# BIBLE

## Bibiliya Ntagatifu

### (Verbum Bible)

Without Deuterocanonical books

**Kinyarwanda Language**

# Kinyarwanda - All Bible
## (Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible)


| Old Teswtament | | | |
|---|---|---|---|
| Intangiriro | 3 | Nahumu | 1.548 |
| Iyimukamisiri | 97 | Habakuki | 1.552 |
| Abalevi | 179 | Sofoniya | 1.556 |
| Ibarura | 240 | Hagayi | 1.561 |
| Ivugururamategeko | 323 | Zakariya | 1.565 |
| Yozuwe | 393 | Malakiya | 1.581 |
| Abacamanza | 438 | **New Teswtament** | |
| Ruta | 484 | Matayo | 1.586 |
| Icya mbere cya Samweli | 491 | Mariko | 1.652 |
| Icya kabiri cya Samweli | 550 | Luka | 1.695 |
| Icya mbere cy'Abami | 601 | Yohani | 1.766 |
| Icya kabiri cy'Abami | 661 | Ibyakozwe | 1.817 |
| Icya mbere cy'Amateka | 717 | Abanyaroma | 1.863 |
| Icya kabiri cy'Amateka | 774 | Abanyakorinti, iya 1 | 1.910 |
| Ezira | 838 | Abanyakorinti, iya 2 | 1.938 |
| Nehemiya | 858 | Abanyagalati | 1.955 |
| Esitera | 886 | Abanyefezi | 1.964 |
| Yobu | 906 | Abanyafilipi | 1.974 |
| Zaburi | 958 | Abanyakolosi | 1.981 |
| Imigani | 1.098 | Abanyatesaloniki, iya 1 | 1.987 |
| Umubwiriza | 1.144 | Abanyatesaloniki, iya 2 | 1.993 |
| Indirimbo ihebuje | 1.159 | Timote, iya 1 | 1.997 |
| Izayi | 1.167 | Timote, iya 2 | 2.005 |
| Yeremiya | 1.261 | Tito | 2.011 |
| Amaganya | 1.363 | Filemoni | 2.015 |
| Ezekiyeli | 1.375 | Abehebureyi | 2.017 |
| Daniyeli | 1.468 | Yakobo | 2.037 |
| Hozeya | 1.500 | Petero, iya 1 | 2.045 |
| Yoweli | 1.515 | Petero, iya 2 | 2.053 |
| Amosi | 1.521 | Yohani, iya 1 | 2.058 |
| Obadiya | 1.533 | Yohani, iya 2 | 2.065 |
| Yonasi | 1.535 | Yohani, iya 3 | 2.066 |
| Mika | 1.539 | Yuda | 2.068 |
| | | Ibyahishuwe | 2.070 |



© 2012, Bible Society of Rwanda.

# Kinyarwanda - All Bible

**(Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible)**

## Intangiriro

### Intangiriro 1

**Imana irema ijuru n'isi, ibintu n'abantu**

1 Mu ntangiriro Imana yaremye ijuru n'isi.

2 Isi yari ikivangavange kitagira ishusho kandi iriho ubusa. Umwijima wari ubundikiye inyanja y'amazi, n'umwuka w'Imana wahuhiraga hejuru yayo.

3 Imana iravuga iti «Nihabeho urumuri!» Urumuri rubaho.

4 Imana ibona ko urumuri ari rwiza, nuko itandukanya urumuri n'umwijima.

5 Urumuri irwita amanywa, umwijima iwita ijoro. Burira buracya, uba umunsi wa mbere.

6 Imana iravuga iti «Nihabeho ikirere hagati y'amazi, gitandukanye amazi n'ayandi mazi!»

7 Imana ihanga ikirere maze itandukanya amazi ari mu nsi y'ikirere n'amazi ari hejuru y'ikirere. Biba bityo.

8 Ikirere Imana icyita ijuru. Burira buracya, uba umunsi wa kabiri.

9 Imana iravuga iti «Amazi ari mu nsi y'ijuru nateranire hamwe, maze ahumutse hagaragare!» Biba bityo.

10 Ahumutse Imana ihita ubutaka, ibidendezi by'amazi ibyita inyanja. Imana ibona ari byiza.

11 Imana iravuga iti «Ubutaka nibumere ubwatsi butoshye, n'ibyatsi bifite imbuto zibyara ibindi, n'ibiti byeraho imbuto zifitemo umurama, bikurikije ubwoko bwa buri giti!» Biba bityo.

12 Ubutaka bumera ubwatsi butoshye, n'ibyatsi bifite imbuto zibyara ibindi, n'ibiti byeraho imbuto zifitemo umurama, bikurikije ubwoko bwa buri giti. Imana ibona ari byiza.

13 Burira buracya, uba umunsi wa gatatu.

14 Imana iravuga iti «Nihabeho ibinyarumuri mu kirere cy'ijuru, bitandukanye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

amanywa n'ijoro, bibe ibimenyetso biranga ibihe by'amakoraniro, bijye kandi biranga iminsi n'imyaka;

15byakire mu kirere cy'ijuru, kugira ngo bimurikire isi!» Biba bityo.

16Nuko Imana ihanga ibinyarumuri binini bibiri: ikinyarumuri kinini kugira ngo kigenge amanywa, n'ikinyarumuri gito ngo kigenge ijoro; ihanga n'inyenyeri.

17Imana ibishyira mu kirere cy'ijuru kugira ngo bimurikire isi,

18no kugira ngo bigenge amanywa n'ijoro, bitandukanye urumuri n'umwijima. Imana ibona ari byiza.

19Burira buracya, uba umunsi wa kane.

20Imana iravuga iti «Amazi najagatemo utunyamaswa tuzima, n'ibiguruka biguruke hejuru y'isi, mu nsi y'ikirere cy'ijuru!»

21Imana irema ibikoko nyamunini by'inyanja, n'ibyinyagambura by'amoko yose byuzura amazi, irema n'ibiguruka byose bya buri bwoko. Imana ibona ari byiza.

22Imana ibiha umugisha, ivuga iti «Nimwororoke mugwire, mwuzure amazi y'inyanja, n'ibiguruka bigwire ku isi!»

23Burira buracya, uba umunsi wa gatanu.

24Imana iravuga iti «Ubutaka nibubyare inyamaswa nzima zikurikije amoko yazo: izishobora gutungwa, izikururuka hasi, izo mu ishyamba, zose zikurikije amoko yazo!» Biba bityo.

25Imana ihanga inyamaswa z'ishyamba, n'izishobora gutungwa zikurikije ubwoko bwazo, n'intondagizi zose zikurikije ubwoko bwazo. Imana ibona ari byiza.

26Imana iravuga iti «Noneho duhange Muntu mu ishusho ryacu, mu misusire yacu, maze ategeke ifi zo mu nyanja, ibiguruka byo mu kirere, inyamaswa zitungwa n'izo mu ishyamba, n'intondagizi zose!»

27Nuko Imana irema Muntu mu ishusho ryayo, imurema mu ishusho ry'Imana; ibarema ari umugabo n'umugore.

28Imana ibaha umugisha, irababwira iti «Nimwororoke, mugwire, mukwire isi yose, muyitegeke. Mugenge ifi zo mu nyanja n'ibiguruka byo mu kirere, n'ikizima cyose kikurura ku butaka!»

29Imana iravuga iti «Dore mbahaye icyatsi cyose cyera imbuto ku isi hose, n'igiti cyose cyeraho imbuto zifitemo umurama; bizaba ibiryo byanyu.

30Inyamaswa zose zo mu gasozi, ibiguruka byose byo mu kirere, icyikurura hasi cyose, icyifitemo ubuzima cyose, mbihaye ibimera bitohagiye ngo birishe!» Nuko biba bityo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

31 Imana ireba ibyo yari imaze gukora byose isanga ari byiza rwose. Burira buracya, uba umunsi wa gatandatu.

## Intangiriro 2

1 Ijuru n'isi n'ibirimo byose byashojwe bityo.

2 Ku munsi wa karindwi Imana isoza umurimo yakoraga, nuko kuri uwo munsi wa karindwi iruhuka umurimo yari imaze gukora.

3 Imana iha umugisha umunsi wa karindwi irawiyegurira, kuko ari wo munsi yaruhutseho umurimo wose yari imaze gukora.

4 Ngayo amavu n'amavuko y'ijuru n'isi, igihe biremwe.

### Ubusitani bwo muri Edeni

Umunsi Uhoraho Imana ahanga ijuru n'isi,

5 ku isi nta n'agahuru ko mu gasozi kaharangwaga, nta n'icyatsi cyari cyakamera ku misozi, nta n'umuntu wariho ngo ahinge ubutaka.

6 Ariko isoko yapfupfunukaga mu kuzimu ikabobeza hejuru y'ubutaka hose.

7 Nuko Uhoraho Imana abumba Muntu mu ibumba rivuye mu gitaka, amuhuha mu mazuru umwuka w'ubuzima , nuko Muntu aba muzima.

8 Ubwo Uhoraho Imana atera ubusitani iburasirazuba, muri Edeni, ahatuza Muntu yari amaze kubumbabumba.

9 Uhoraho Imana ameza mu gitaka ibiti by'amoko yose binogeye amaso, kandi biryoshye; ameza n'igiti cy'ubugingo mu busitani hagati, n'igiti cy'ubumenyi bw'icyiza n'ikibi.

10 Uruzi rwaturukaga muri Edeni, rugasukira ubusitani, rukahava rwigabanyamo amashami ane.

11 Izina ry'uruzi rwa mbere ni Pishoni; ni rwo ruzenguruka igihugu cyose cya Hawila, ari cyo kibamo zahabu,

12 kandi zahabu y'icyo gihugu ni nziza cyane; kibamo n'amabuye y'agaciro, nka budeliyumu na onigisi.

13 Izina ry'uruzi rwa kabiri ni Gihoni; ni rwo ruzenguruka igihugu cya Kushi.

14 Uruzi rwa gatatu ni Tigiri; ni rwo rutemba runyura mu burasirazuba bwa Ashuru. Uruzi rwa kane ni Efurati.

15 Uhoraho Imana ashyira Muntu mu busitani bwa Edeni, ngo abuhinge kandi aburinde.

16 Nuko Uhoraho Imana ategeka Muntu, ati «Igiti cyose cyo muri ubu busitani,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ushobora kukiryaho;

17ariko igiti cy'ubumenyi bw'icyiza n'ikibi ntuzakiryeho, kuko umunsi waramutse ukiriyeho uzapfa nta kabuza!»

18Nuko Uhoraho Imana aravuga ati «Si byiza ko Muntu aba wenyine, ngiye kumugenera umufasha bakwiranye.»

19Uhoraho Imana abumba mu gitaka inyamaswa zose zo mu ishyamba, n'inyoni zose zo mu kirere, azizanira Muntu ngo arebe uko Muntu azita amazina, maze ikinyabuzima cyose kigire izina cyiswe na we.

20Muntu yita amazina ibitungwa byose, n'inyoni zose zo mu kirere, n'inyamaswa zose zo mu ishyamba. Ariko Muntu ntiyabonamo umufasha bakwiranye.

21Nuko Uhoraho Imana atera Muntu gusinzira ibitotsi bikomeye, arasinzira; afata rumwe mu mbavu ze, maze asubiranya umubiri.

22Urwo rubavu Uhoraho Imana avanye mu mugabo, akoramo umugore, umugore amushyira umugabo.

23Umugabo ariyamira aravuga ati «Noneho dore igufwa ryo mu magufwa yanjye, n'umubiri uvuye mu mubiri wanjye; uyu azitwa umugore, kuko mu mugabo ariho avuye.»

24Ni cyo gituma umugabo asiga se na nyina, akizirika ku mugore we, bakaba umubiri umwe.

### Adamu na Eva birukanwa mu busitani bwa Edeni

25Bombi bari bambaye ubusa, ari umugabo ari n'umugore we, ariko ntibyari bibateye isoni.

## Intangiriro 3

1Inzoka yari inyaryenge kurenza izindi nyamaswa zose zo mu gasozi Uhoraho yari yahanze. Ibaza umugore, iti «Koko Imana yaravuze ngo ntimukagire igiti cyo muri ubu busitani muryaho?»

2Umugore asubiza inzoka, ati «Imbuto z'ibiti byo muri ubu busitani dushobora kuziryaho,

3naho ku mbuto z'igiti kiri hagati y'ubusitani, Imana yaravuze iti 'Ntimuzaziryeho, ntimuzazikoreho, ejo mutazapfa.'»

4Inzoka ibwira umugore, iti «Gupfa ntimuzapfa!

5Ahubwo Imana izi ko umunsi mwaziriyeho, amaso yanyu azahumuka, maze mukamera nk'Imana, mukamenya icyiza n'ikibi.»

6Umugore arareba asanga cya giti kiryoshye, kinogeye amaso, kandi cyanashobora


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

gutanga ubwenge. Asoroma imbuto zacyo, aryaho, ahaho n'umugabo we bari kumwe. Na we ararya.

7Nuko amaso yabo bombi arahumuka, bamenya ko bambaye ubusa. Nuko badodekanya amababi y'umutini, maze barayacocera.

8Ngo bumve Uhoraho Imana wagendagendaga mu busitani mu mafu y'igicamunsi, umugabo n'umugore we bihisha Uhoraho Imana mu biti by'ubusitani.

9Uhoraho Imana ahamagara Muntu aramubaza ati «Uri hehe?»

10Undi arasubiza ati «Numvise ijwi ryawe mu busitani, ngira ubwoba kuko nambaye ubusa, ndihisha.»

11Uhoraho Imana ati «Ni nde waguhishuriye ko wambaye ubusa? Aho ntiwariye ku giti nari nakubujije kuryaho?»

12Muntu arasubiza ati «Umugore wanshyize iruhande, ni we wampaye kuri cya giti ndarya.»

13Uhoraho Imana abwira umugore, ati «Wakoze ibiki?» Umugore arasubiza ati «Inzoka yampenze ubwenge, ndarya.»

14Uhoraho Imana abwira inzoka ati «Kuko wakoze ibyo, ubaye ruvumwa mu nyamaswa zose z'agasozi; uzakurura inda hasi, maze urye umukungugu iminsi yose y'ukubaho kwawe.

15Nshyize inzigo hagati yawe n'umugore, hagati y'urubyaro rwawe n'urubyaro rwe; ruzakujanjagura umutwe, nawe urukomeretse ku gatsinsino.»

16Abwira umugore ati «Nzongera imiruho yawe igihe utwite, maze uzabyare ubabara; uzahora wifuza umugabo wawe, na we agutegeke.»

17Hanyuma abwira Muntu ati «Kuko witaye ku magambo y'umugore wawe ukarya ku giti nari nakubujije nkubwira nti 'Ntuzakiryeho', ubutaka buravumwe ku mpamvu yawe. Uzabukuramo ikizagutunga bikugoye, iminsi yose y'ukubaho kwawe;

18buzakwerera amahwa n'ibitovu, maze uzatungwe n'ibyatsi byo ku gasozi.

19Umugati wawe uzawurya wiyushye akuya kugeza ubwo uzasubira mu gitaka, kuko ari cyo wavuyemo. Koko rero uri umukungugu, kandi uzasubira mu mukungugu.»

20Nuko Muntu yita izina umugore we, amwita Eva, kuko ari we wabaye nyina w'abazima bose.

21Uhoraho Imana akanira Muntu n'umugore we impu arazibambika:

22Uhoraho aravuga ati «Dore Muntu yabaye nk'umwe muri twe, mu kumenya icyiza n'ikibi. Reka atavaho asingira igiti cy'ubugingo, akakiryaho maze akazabaho iteka!»

23Uhoraho Imana amwirukana mu busitani bwa Edeni, ngo ajye guhinga ubutaka yari


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

yarakuwemo.

24Nuko yirukana Muntu, maze mu burasirazuba bw'ubusitani bwa Edeni ahashyira Abakerubimu bafite inkota y'umuriro wikaragaga, ngo barinde inzira igana ku giti cy'ubugingo.

## Intangiriro 4

### Kayini na Abeli

1Muntu abonana na Eva, umugore we. Eva arasama, abyara Kayini, maze aravuga ati «Nungutse umuntu nkesha Uhoraho.»

2Ku buheta abyara Abeli murumuna we. Abeli aba umushumba w'amatungo naho Kayini aba umuhinzi w'ubutaka.

3Igihe kirahita, Kayini ashyira Uhoraho amaturo avuye mu myaka y'imirima ye.

4Abeli na we azana uburiza mu matungo ye, agerekaho n'ibinure byayo. Uhoraho ashima Abeli n'amaturo ye,

5ariko ntiyashima Kayini n'amaturo ye. Kayini biramurakaza cyane, maze mu maso he harahinduka, yubika umutwe.

6Uhoraho abaza Kayini ati «Urakajwe n'iki? Kandi ni iki cyatumye uhinduka utyo mu maso?

7Nugenza neza, ntuzubura umutwe se? Naho nutagenza neza, itonde kuko icyaha kibunze ku irebe ry'umuryango wawe ngo kigusumire, ariko wowe ugomba kukirusha amaboko.»

8Kayini abwira murumuna we Abeli, ati «Tujyane mu mirima.» Nuko igihe bari mu mirima, Kayini asimbukira murumuna we Abeli maze aramwica.

9Uhoraho abaza Kayini ati «Abeli murumuna wawe ari hehe?» Undi ati «Simbizi! Mbese ndi umurinzi wa murumuna wanjye?»

10Uhoraho ati «Wakoze ibiki? Amaraso ya murumuna wawe wamennye, ngaha arantabariza mu gitaka.

11Ubu ngubu ubaye ikivume ku butaka, bwo bwasamye ukabwuhira amaraso ya murumuna wawe.

12Nuhinga ubutaka, ntibuzongera kukurumbukira; uzahora uri inzererezi yangara ku isi.»

13Kayini abwira Uhoraho, ati «Igihano umpaye kirakabije.

14Dore unyirukanye kuri ubu butaka, unciye no mu maso yawe. Nzahora ndi inzererezi, nangara ku isi, kandi uzambona wese azanyica!»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Uhoraho aramubwira ati «Yewe, uzica Kayini uwo ari we wese, azabihanirwa karindwi.» Nuko Uhoraho ashyira ikimenyetso kuri Kayini, kugira ngo uwo bazahura wese atazamukubita mu ngusho.

16Nuko Kayini ava mu maso y'Uhoraho, ajya gutura mu gihugu cyitwa Nodi, mu burasirazuba bwa Edeni.

### Abakomoka kuri Kayini

17Kayini abonana n'umugore we, umugore arasama abyara Henoki. Nuko Kayini agiye kubaka umugi, awitirira umuhungu we, awita Henoki.

18Henoki abyara Iradi; Iradi abyara Mehuyayeli, Mehuyayeli abyara Metushayeli; Metushayeli abyara Lameki.

19Nuko Lameki azana abagore babiri ; umwe akitwa Ada, undi akitwa Sila.

20Ada abyara Yabali; ni we wabaye sekuruza w'abatura mu mahema bakagira amatungo.

21Murumuna we yitwa Tubali; ni we wabaye sekuruza w'abacuranga inanga, bakavuza n'imyirongi.

22Sila we abyara TubaliKayini; ni we wabaye sekuruza w'abacuzi bose b'umuringa n'ubutare. Mushiki wa Tubali-Kayini yari Nahama.

23Lameki abwira abagore be, ati «Ada na Sila, nimuntege amatwi! Bagore ba Lameki, nimwumve ijambo ryanjye! Nishe umugabo ankomerekeje, nica n'umwana ansaritse.

24Ubwo Kayini yahorewe karindwi, Lameki we azahorerwa mirongo irindwi na karindwi!»

### Seti n'abamukomokaho

25Adamu abonana n'umugore we; umugore abyara umuhungu amwita Seti, ati «kuko Imana inshumbushije indi mbuto, mu kigwi cya Abeli, Kayini yishe.»

26Seti na we abyara umuhungu amwita Enoshi. Nuko kuva ubwo batangira kwambaza Izina ry'Uhoraho.

## Intangiriro 5

### Urubyaro rwa Adamu guhera kuri Seti kugeza kuri Nowa

1Ngiki igitabo cy'urubyaro rwa Adamu: Umunsi Imana irema umuntu, yamuremye mu misusire y'Imana.

2Yabaremye ari umugabo n'umugore, ibaha umugisha, ibita Muntu umunsi ibarema.

3Adamu amaze imyaka ijana na mirongo itatu avutse, abyara umuhungu basa mu misusire ye no mu ishusho rye, amwita Seti.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Amaze kubyara Seti, Adamu abaho indi myaka magana inani, abyara abahungu n'abakobwa.

5Iminsi yose Adamu yabayeho ni imyaka magana cyenda na mirongo itatu, nuko arapfa.

6Seti amaze imyaka ijana n'itanu avutse, abyara Enoshi.

7Amaze kubyara Enoshi, Seti abaho indi myaka magana inani n'irindwi, abyara abahungu n'abakobwa.

8Iminsi yose Seti yabayeho ni imyaka magana urwenda na cumi n'ibiri, nuko arapfa.

9Enoshi amaze imyaka mirongo urwenda avutse, abyara Kenani.

10Amaze kubyara Kenani, Enoshi abaho indi myaka magana inani na cumi n'itanu, abyara abahungu n'abakobwa.

11Iminsi yose Enoshi yabayeho ni imyaka magana urwenda n'itanu, nuko arapfa.

12Kenani amaze imyaka mirongo irindwi avutse, abyara Mahalaleli.

13Amaze kubyara Mahalaleli, Kenani abaho indi myaka magana inani na mirongo ine, abyara abahungu n'abakobwa.

14Iminsi yose Kenani yabayeho ni imyaka magana urwenda n'icumi, nuko arapfa.

15Mahalaleli amaze imyaka mirongo itandatu n'itanu avutse, abyara Yeredi.

16Amaze kubyara Yeredi, Mahalaleli abaho indi myaka magana inani na mirongo itatu; abyara abahungu n'abakobwa.

17Iminsi yose Mahalaleli yabayeho, ni imyaka magana inani na mirongo urwenda n'itanu, nuko arapfa.

18Yeredi amaze imyaka ijana na mirongo itandatu n'ibiri avutse, abyara Henoki.

19Amaze kubyara Henoki, Yeredi abaho indi myaka magana inani, abyara abahungu n'abakobwa.

20Iminsi yose Yeredi yabayeho, ni imyaka magana urwenda na mirongo itandatu n'ibiri, nuko arapfa.

21Henoki amaze imyaka mirongo itandatu n'itanu avutse, abyara Metushalomu.

22Amaze kubyara Metushalomu, Henoki abaho indi myaka magana atatu, abyara abahungu n'abakobwa.

23Iminsi yose Henoki yabayeho ni imyaka magana atatu na mirongo itandatu n'itanu.

24Hanyuma Henoki arabura: Imana yaramwitwariye, kuko yagendanaga na yo.

25Metushalomu amaze imyaka ijana na mirongo inani n'irindwi avutse, abyara


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Lameki.

26Amaze kubyara Lameki, Metushalomu abaho indi myaka magana arindwi na mirongo inani n'ibiri, abyara abahungu n'abakobwa.

27Iminsi yose Metushalomu yabayeho, ni imyaka magana cyenda na mirongo itandatu n'icyenda, nuko arapfa.

28Lameki amaze imyaka ijana na mirongo inani n'ibiri avutse, abyara umuhungu.

29Amwita Nowa , ati «Uyu azaduhoza, aturuhure imirimo inaniza duterwa no guhinga ubu butaka bwavumwe n'Uhoraho.»

30Amaze kubyara Nowa, Lameki abaho indi myaka magana atanu na mirongo urwenda n'itanu, abyara abahungu n'abakobwa.

31Iminsi yose Lameki yabayeho, ni imyaka magana arindwi na mirongo irindwi n'irindwi, nuko arapfa.

32Nowa amaze imyaka magana atanu avutse, abyara Semu, Kamu na Yafeti.

## Intangiriro 6

### Imana yiyemeza gutsemba abantu

1Abantu batangira kugwira ku isi, bamaze no kubyara abakobwa,

2abahungu b'Imanababona abakobwa b'abantu ari beza. Ni bwo bihitiyemo abo bishakiye babagira abagore babo.

3Nuko Uhoraho aravuga ati «Umwuka wanjye ntuzongera kuguma mu muntu ngo arambe igihe kirekire; ni ikinyamubiri, kandi kubera amakosa ye, iminsi ye ntizarenga imyaka ijana na makumyabiri.»

4Muri ibyo bihe, (ndetse no hanyuma) ku isi habagaho abantu barebare kandi banini cyane; kubera ko abahungu b'Imana babanaga n'abakobwa b'abantu, abo bakobwa bababyariraga abantu b'ibyamamare; ni bo za ntwari za kera, ba bagabo b'ibirangirire mujya mwumva.

5Uhoraho arareba asanga ububi bw'abantu bwakwiriye ku isi; ibitekerezo by'umutima wabo nta bindi bitari ubugizi bwa nabi.

6Uhoraho yicuza kuba yarashyize umuntu ku isi, maze arababara mu mutima we.

7Ni ko kuvuga, ati «Ngiye gutsemba ku isi abantu naremye; kandi hamwe na bo nzatsembe amatungo n'ibikoko, ndetse n'ibiguruka mu kirere, kuko nicuza icyatumye mbirema.»

8Nowa ariko agira ubutoni mu maso y'Uhoraho.

### Imana yiyemeza kubabarira Nowa


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Dore rero amateka ya Nowa. Nowa yari umuntu w'intungane, ntiyari ameze nk'abo mu gihe cye, ahubwo yagendanaga n'Imana.

10Nowa abyara abahungu batatu: Semu, Kamu na Yafeti.

11Isi yose irandavura mu maso y'Imana, yuzura ubwicanyi.

12Imana irebye isi isanga yarandavuye, kubera ubugiranabi bwa buri muntu.

13Imana ibwira Nowa, iti «Ikinyamubiri cyose kigiye gutsembwa! Dore, isi yuzuye ubwicanyi kubera abantu; ngiye kubatsemba hamwe n'ibiri ku isi byose.

14Iyubakire ubwato mu biti by'imizonobari. Uzabugabanyemo ibyumba. Hanyuma ubuhomeshe ubujeni imbere n'inyuma.

15Dore ukuntu uzubaka ubwato: buzagira uburebure bw'imikono magana atatu, ubugari bw'imikono mirongo itanu, n'ubuhagarike bw'imikono mirongo itatu.

16Ubwato uzabuhe igisenge, maze uburangirize ku mukono umwe uturutse ku gasongero. Umuryango w'ubwato uzawushyire mu rubavu rwabwo, hanyuma uzabwubakemo amagorofa atatu: imwe hasi, indi hagati, n'indi hejuru.

17Jyewe dore ngiye guteza ku isi umwuzure w'amazi yo gutsemba ikinyabuzima cyose gihumekera aha mu nsi y'ijuru, maze ibiri ku isi byose bizapfe.

18Ariko nzagirana nawe Isezerano. Uzinjire mu bwato, wowe n'abahungu bawe, n'umugore wawe n'abakazana bawe.

19Mu binyabuzima byose, mu binyamubiri byose, uzinjize mu bwato bibiri bibiri, ingabo n'ingore muri buri bwoko, kugira ngo birokoke hamwe nawe.

20Inyoni ukurikije amoko yazo, ibikoko uko bimeze mu moko yabyo, inyamaswa zikururuka hasi ukurikije ubwoko bwazo, hazajya haza bibiri bibiri bya buri bwoko bigusange, kugira ngo birokoke.

21Naho wowe, uzafate ku bishobora kuribwa byose, uzabihunike, bizakubere ibiryo bizagutunga wowe n'izo nyamaswa.»

22Nowa agenza atyo; uko Imana yari yamutegetse, ni ko yabigenjeje.

## Intangiriro 7

### Nowa yinjira mu bwato

1Uhoraho abwira Nowa, ati «Injira mu bwato, wowe n'inzu yawe yose, kuko mu bantu b'iki gihe nasanze intungane mu maso yanjye ari wowe gusa.

2Mu nyamaswa zose zitazira, uzafate indwi za buri gitsina, ingabo n'ingore. Naho mu zizira uzafate ebyiri ebyiri, ingabo n'ingore.

3No mu nyoni zo mu kirere, uzafate indwi za buri gitsina, ingabo n'ingore, kugira ngo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ubwoko bwazo bwoye kuzacika ku isi.

4Impamvu ni uko hasigaye iminsi irindwi, nkagusha imvura ku isi mu minsi mirongo
ine n'amajoro mirongo ine, nkazatsemba ku isi ibifite ubuzima byose naremye.»

5Nowa akora byose uko Uhoraho yari yamutegetse.

6Nowa yari afite imyaka magana atandatu igihe ku isi hateye umwuzure w'amazi.

### Umwuzure

7Nuko Nowa yinjira mu bwato, ajyana n'abahungu be n'umugore we n'abakazana be,
bahunga amazi y'umwuzure.

8Mu nyamaswa zitazira no mu nyamaswa zizira, mu nyoni, no mu bikururuka hasi
byose,

9hava ebyiri ebyiri, ingabo n'ingore, zisanga Nowa mu bwato, nk'uko Imana yari
yabitegetse Nowa.

10Hashize iminsi irindwi, amazi y'umwuzure akwira ku isi.

11Mu mwaka wa magana atandatu w'ubuzima bwa Nowa, mu kwezi kwa kabiri, ku
munsi wa cumi n'irindwi w'ukwezi, amasoko yose y'ikuzimu aravubura, maze
ibigomera amazi byose byo ku ijuru birafunguka.

12Imvura y'urushyana igwa ku isi iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine.

13Uwo munsi nyine Nowa n'abahungu be: Semu, Kamu na Yafeti, muka Nowa
n'abakazana be, binjira mu bwato.

14Ajyanamo n'inyamaswa zose, ukurikije amoko yazo, amatungo ukurikije amoko
yayo, n'ibisimba bikururuka hasi ukurikije amoko yabyo, hamwe n'inyoni ukurikije
amoko yazo, n'ibiguruka n'ibifite amababa byose.

15Ziza zisanga Nowa, ziza ebyiri ebyiri, zivuye mu bihumeka byose.

16Izinjiraga zari ingabo n'ingore, zivuye mu bihumeka byose uko Imana yari
yabitegetse Nowa. Hanyuma Uhoraho urugi arukingira inyuma.

17Nuko ku isi haba umwuzure iminsi mirongo ine. Amazi aruzura yerereza ubwato
hejuru y'isi.

18Amazi ariyongera aba menshi ku isi, ubwato busigara bugenda hejuru y'amazi.

19Amazi arushaho kwiyongera cyane hejuru y'isi, maze mu nsi y'ikirere imisozi
miremire yose iriho ku isi irarengerwa.

20Amazi yari yiyongereyeho imikono cumi n'itanu y'ubuhagarike, imisozi
irarengerwa.

21Nuko igihumeka cyose kinyagambura hano ku isi kirapfa: inyoni, amatungo,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

inyamaswa, ibikururuka hano ku isi byose birapfa, hamwe n'abantu bose.

22Ibihumeka byose, ibyifitemo umwuka w'ubuzima biri ku butaka byose birapfa.

23Nguko uko Uhoraho yarimbuye ibintu byose byari ku isi, kuva ku bantu kugeza ku matungo, kugeza ku nyamaswa n'izikururuka hasi, no ku nyoni zo mu kirere. Bitsembwa ku isi, hasigara Nowa gusa n'abari kumwe na we mu bwato.

24Amazi akomeza kwiyongera ku isi iminsi ijana na mirongo itanu yose.

## Intangiriro 8

### Nowa asohoka ava mu bwato

1Imana yibuka Nowa, yibuka n'inyamaswa zose n'amatungo yose yari kumwe na we mu bwato. Imana ihuhera umuyaga ku isi, maze amazi aratuza.

2Nuko amasoko yose y'ikuzimu n'ibigomera amazi byose byo ku ijuru birafungwa. Imvura ntiyongera kumanuka mu ijuru, maze amazi ahizuka ku isi.

3Hashize iminsi ijana na mirongo itanu, amazi aragabanuka.

4Mu kwezi kwa karindwi, ku munsi wa cumi n'irindwi w'ukwezi, ubwato buruhukira ku musozi wa Ararati.

5Amazi agenda agabanuka kugeza mu kwezi kwa cumi, ku wa mbere wako, impinga z'imisozi ziragaragara.

6Hashize iminsi mirongo ine, Nowa akingura idirishya ry'ubwato yari yakoze.

7Arekura igikona. Kirasohoka, kirakomeza kiraguruka, kirajarajara, kugeza ko amazi akamye, ubutaka bukagaragara.

8Hanyuma Nowa arekura inuma, ngo arebe niba amazi yagabanutse ku isi.

9Ariko inuma ntiyabona aho ikandagira, ni ko kumugarukaho mu bwato, kuko amazi yari akiri ku isi hose. Nowa atega ikiganza, arayisingira ayigarura mu bwato.

10Yirenza iminsi irindwi, arongera arekura inuma.

11Inuma ihindukira nimugoroba, itwaye mu kanwa ishami ritoshye ry'umuzeti! Nuko Nowa amenya ko amazi yari yagabanutse ku isi.

12Arongera ategereza indi minsi irindwi arekura inuma, ariko yo ntiyongera kumugarukaho.

13Mu mwaka wa magana atandatu n'umwe w'ubuzima bwa Nowa, mu kwezi kwa mbere, ku munsi wako wa mbere, amazi arakama, ubutaka buragaragara. Nowa yegura igisenge cy'ubwato, arebye asanga ubutaka bwumutse.

14Mu kwezi kwa kabiri, ku munsi wako wa makumyabiri n'irindwi, isi irumuka.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[15]Imana ibwira Nowa, iti

[16]«Sohoka uve mu bwato, wowe n'umugore wawe, n'abahungu bawe, n'abakazana bawe.

[17]Sohokana n'inyamaswa n'ibinyamubiri byose muri kumwe: inyoni, amatungo, n'ibikururuka hasi, ubisohokane byose, kugira ngo byuzure ku isi, byororoke bigwire ku isi.»

[18]Nuko Nowa asohokana n'abana be, n'umugore we, n'abakazana be.

[19]Inyamaswa zose, amatungo yose, inyoni zose, n'ibikururuka hasi byose, biva mu bwato, ukurikije amoko yabyo.

[20]Nowa yubakira Uhoraho urutambiro. Mu matungo yose atazira, no mu nyoni zitazira, arobanuramo izo guturaho ibitambo bitwikwa kuri urwo rutambiro.

[21]Uhoraho ahumurirwa n'umwuka ugusha neza w'ibitambo. Nuko aribwira ati «Sinzongera kuvuma ubutaka ukundi ku mpamvu y'umuntu. N'ubwo kuva mu bwana bwe nta kindi umutima we urarikira uretse ikibi, sinzongera kwica ibifite ubugingo nk'uko nabigenje.

[22]Iminsi yose isi izamara, ibiba n'isarura, imbeho n'ubushyuhe, icyi n'itumba, amanywa n'ijoro, ntibizigera bivaho.»

## Intangiriro 9

### Imana igirana amasezerano na Nowa

[1]Imana iha Nowa n'abahungu be umugisha, irababwira iti «Mwororoke, mugwire, mwuzure isi.

[2]Inyamaswa zose z'isi n'inyoni zose zo mu kirere zizabatinya, muzitere ubwoba. Ibikururuka ku isi byose, hamwe n'amafi yose yo mu nyanja, murabigabiwe.

[3]Ibikururuka byose byifitemo ubuzima, mbibahayeho ikiribwa, kimwe n'ibimera bitohagiye.

[4]Icyakora ntimuzarye inyama ikifitemo ubuzima, ari yo maraso.

[5]Kandi amaraso yanyu, arimo ubuzima bwanyu, sinzabura kuyahorera. Ari inyamaswa, ari umuntu uzaba yayamennye, nzayamuryoza. Buri muntu wese azishyura ubuzima bwa mugenzi we.

[6]Usheshe amaraso y'umuntu, aye azaseswa n'undi muntu, kuko Imana yaremye umuntu imwishushanyije.

[7]Naho mwebwe nimwororoke mugwire, mwuzure isi muyigenge.»

[8]Imana ibwira Nowa n'abahungu be, iti

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9«Dore ngiranye Isezerano namwe n'urubyaro rwanyu,

10kimwe n'ibinyabuzima byose muri kumwe: inyoni, n'amatungo n'inyamaswa zose zo ku isi, mbese ibivuye mu bwato byose, ntavanyemo n'inyamaswa z'ishyamba.

11Ngiri rero Isezerano ngiranye namwe: nta kinyamubiri kizongera kurimburwa n'amazi y'umwuzure, kandi nta n'umwuzure uzongera kurimbura isi.»

12Imana iravuga iti «Dore ikimenyetso cy'Isezerano ngiranye namwe, n'ibifite ubuzima byose muri kumwe, uko ibisekuruza byanyu bisimburana:

13nshyize umukororombya wanjye mu gicu, uzaba ikimenyetso cy'Isezerano ngiranye n'isi.

14Ninkoranyiriza ibicu hejuru y'isi, mukabona uwo mukororombya,

15nzibuka Isezerano nagiranye namwe, n'ikinyabuzima cyose; amazi ntazongera kuba umwuzure warimbura ibinyamubiri byose.

16Umukororombya niwitambika mu bicu, nanjye nzawitegereza nibuke Isezerano rizahoraho jyewe Imana ngiranye n'ikinyamubiri cyose cyo ku isi.»

17Imana ibwira Nowa, iti «Icyo ni cyo kimenyetso cy'Isezerano ngiranye n'ikinyamubiri cyose cyo ku isi.»

### Abahungu batatu ba Nowa

18Bene Nowa basohotse mu bwato, ni Semu, Kamu na Yafeti; Kamu ni se wa Kanahani.

19Abo uko ari batatu, ni bo Nowa yabyaye; ni bo bakomotsweho n'abakwiriye ku isi yose.

20Nowa aba umuhinzi, atera imizabibu.

21Nuko aza kunywa divayi arasinda, yambara ubusa ari mu ihema rye.

22Kamu, se wa Kanahani, abona se yambaye ubusa, abibwira abavandimwe be bombi bari hanze.

23Semu na Yafeti benda igishura cya Nowa, bagishyira ku bitugu byabo, bagenza umugongo, batwikira ubwambure bwa se. Bityo ntibabona se yambaye ubusa.

24Nowa asindutse, amenya ibyo umuhererezi we yamugiriye,

25nuko atera hejuru ati «Kanahani aravumwe, azaba umucakara wa nyuma mu bacakara ba bene se!»

26Arongera ati «Nihasingizwe Uhoraho Imana ya Semu, maze Kanahani azamubere umucakara!

27Yafeti na we, Imana imutoneshe, azature mu mahema ya Semu, maze Kanahani

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

amubere umucakara!»

28Nyuma y'umwuzure, Nowa abaho indi myaka magana atatu na mirongo itanu.

29Iminsi yose Nowa yabayeho ni imyaka magana cyenda na mirongo itanu, nuko
arapfa.

## Intangiriro 10

### Amoko yose y'abantu bo ku isi

1Dore urubyaro rwa bene Nowa, ari bo Semu, Kamu na Yafeti. Umwuzure ushize
babyaye abahungu:

2Bene Yafeti ni Gomeri, Magogi, Madayi, Yavani, Tubali, Mesheki na Tirasi.

3Bene Gomeri ni Ashikenazi, Rifati na Togarima.

4Bene Yavani ni Elisha, Tarishishi, Kitimu na Rodanimu.

5Guhera kuri bo amahanga yatangiye kwigabanya ibirwa. Buri wese agahabwa
igihugu cye, ukurikije ururimi rwe, n'ihanga rye, n'ubwoko bwe.

6Bene Kamu ni Kushi, Misiri, Puti na Kanahani.

7Bene Kushi ni Seba, Havila, Sabuta, Rahema, Sabuteka. Bene Rahema ni Sheba na
Dedani.

8Kushi yabyaye Nemurodi, ari we ntwari ya mbere ku isi.

9Aba umuhigi ukomeye imbere y'Uhoraho. Ni cyo gituma baca uyu mugani ngo: kuba
umuhigi w'intwari imbere y'Uhoraho aka Nemurodi.

10Imirwa mikuru ku ngoma ye, ni Babeli, Ereki na Akadi, mu gihugu cya Shineyari.

11Yavuye muri icyo gihugu ajya mu cya Ashuru, yubaka Ninivi, Rehoboti na Kalahi.

12Hanyuma yubaka Reseni, wa murwa munini uri hagati ya Ninivi na Kalahi.

13Misiri yabyaye Abaludi, Abanamu, Abalehavu, Abanafutuwa,

14Abapaturusi, Abakasiluwa ari bo Abafilisiti bakomokaho, n'Abakafutori.

15Kanahani yabyaye Sidoni imfura ye, abyara na Heti.

16Abyara Umuyebuzi, Umuhemori, Umugirigashi,

17Umuhivi, Umwaruki, Umusini,

18Umwaruvadi, Umusemari n'Umuhamati. Hanyuma imiryango ya bene Kanahani
iratatana.

19Imbibi za Kanahani zatangiriraga kuri Sidoni werekeza i Gaza no mu cyerekezo cya
Sodoma na Gomora, Adama na Seboyimu, kugeza i Lesha.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[20]Ngurwo urubyaro rwa Kamu, ukurikije imiryango n'indimi byabo, uko bariho mu bihugu byabo no mu mahanga yabo.

[21]Semu mukuru wa Yafeti, na we yarabyaye, aba sekuruza wa bene Eberi bose.

[22]Bene Semu ni Elamu, Ashuru, Arupagishadi, Ludi na Aramu.

[23]Bene Aramu ni Husi, Huli, Geteri na Mashi.

[24]Arupagishadi yabyaye Shelaki, Shelaki abyara Eberi.

[25]Eberi yabyaye abahungu babiri: uwa mbere bamwise Pelegi (ari byo kuvuga igabanya) kuko mu gihe cye isi yagabanyijwemo imigabane; yari afite murumuna we akitwa Yokitani.

[26]Yokitani yabyaye Alimodadi, Shelefi, Hasarimaweti, Yeraki,

[27]Hadoramu, Huza, Dikila,

[28]Obali, Abimayeli, Saba,

[29]Ofiri, Havila na Yobabu. Abo bose ni bene Yokitani;

[30]aho bari batuye ni mu misozi y'iburasirazuba uturutse i Mesha werekeza i Sefari.

[31]Abo rero ni bo bene Semu, uko bari bameze mu miryango yabo, no mu ndimi zabo bavugaga, no mu bihugu bari batuyemo, ukurikije amahanga yabo.

[32]Ngiyo imiryango ya bene Nowa, ukurikije imbyaro zabo n'amahanga yabo. Amahanga yose ari ku isi, nyuma y'umwuzure, ni bo yakomotseho.

## Intangiriro 11

### Umunara w'i Babeli

[1]Ku isi yose hari ururimi rumwe, n'imvugo imwe.

[2]Mu iyimuka ry'abantu bava mu burasirazuba, babona ikibaya mu gihugu cya Shineyari, barahatura.

[3]Nuko barabwirana bati «Nimuze, tubumbe amatafari, tuyatwikire mu itanura.» Amabuye bayasimbuza amatafari, n'urwondo rwo kuyafatanisha barusimbuza ubujeni.

[4]Nuko bati «Nimuze twiyubakire umugi n'umunara ukora ku ijuru, maze izina ryacu ribe ikirangirire, kugira ngo tutazatatana ku isi hose.»

[5]Uhoraho aramanuka, aza kureba uwo mugi n'uwo munara bene Muntu bubakaga.

[6]Nuko Uhoraho aravuga ati «Dore bose hamwe baremye umuryango umwe, bafite n'imvugo imwe. Ubwo batangiye gukora biriya, nta wundi mugambi uzabananira!


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7Reka tumanuke maze ururimi bavuga turusobanye, hatazagira uwongera kumva icyo undi avuze!»

8Nuko Uhoraho abakura aho abanyanyagiza ku isi hose, ibyo kubaka wa mugi barabireka.

9Ni cyo cyatumye uwo mugi bawita Babeli (ari byo kuvuga isobanya), kuko ari ho Uhoraho yasobanyirije indimi zo ku isi yose.

### Urubyaro rwa Semu kugeza kuri Abramu

10Dore rero urubyaro rwa Semu: Semu amaze imyaka ijana avutse, abyara Arupagishadi mu mwaka wa kabiri umwuzure ushize.

11Amaze kubyara Arupagishadi, Semu abaho indi myaka magana atanu, abyara abahungu n'abakobwa.

12Arupagishadi amaze imyaka mirongo itatu n'itanu avutse, abyara Shela.

13Arupagishadi amaze kubyara Shela, abaho indi myaka magana ane n'itatu, abyara abahungu n'abakobwa.

14Shela amaze imyaka mirongo itatu avutse, abyara Eberi.

15Shela amaze kubyara Eberi, abaho indi myaka magana ane n'itatu, abyara abahungu n'abakobwa.

16Eberi amaze imyaka mirongo itatu n'ine avutse, abyara Pelegi.

17Eberi amaze kubyara Pelegi, abaho indi myaka magana ane na mirongo itatu, abyara abahungu n'abakobwa.

18Pelegi amaze imyaka mirongo itatu avutse, abyara Rewu.

19Pelegi amaze kubyara Rewu, abaho indi myaka magana abiri n'icyenda, abyara abahungu n'abakobwa.

20Rewu amaze imyaka mirongo itatu n'ibiri avutse, abyara Serugu.

21Rewu amaze kubyara Serugu, abaho indi myaka magana abiri n'irindwi, abyara abahungu n'abakobwa.

22Serugu amaze imyaka mirongo itatu avutse, abyara Nahori.

23Serugu amaze kubyara Nahori, abaho indi myaka magana abiri, abyara abahungu n'abakobwa.

24Nahori amaze imyaka makumyabiri n'icyenda avutse, abyara Tera.

25Nahori amaze kubyara Tera, abaho indi myaka ijana na cumi n'icyenda, abyara abahungu n'abakobwa.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[26]Tera amaze imyaka mirongo irindwi avutse, abyara Abramu, Nahori na Harani.

### Urubyaro rwa Tera

[27]Dore urubyaro rwa Tera: Tera yabyaye Abramu, Nahori na Harani. Harani yabyaye Loti.

[28]Harani apfa mbere ya se Tera, agwa mu gihugu cye kavukire, ari cyo Uri y'Abakalideya.

[29]Abramu na Nahori bararongora; muka Abramu yitwaga Sarayi, muka Nahori akitwa Milika, umukobwa wa Harani. Uwo Harani yari se wa Milika, akaba na se wa Yisika.

[30]Sarayi ariko yari ingumba, nta mwana yagiraga.

[31]Tera ajyana Abramu umuhungu we, na Loti mwene Harani umwuzukuru we, na Sarayi umukazana we, umugore wa Abramu; nuko abavana Uri y'Abakalideya ngo abajyane mu gihugu cya Kanahani. Bageze i Harani, barahatura.

[32]Iminsi yose Tera yabayeho ni imyaka magana abiri n'itanu, nuko apfira i Harani.

## Intangiriro 12

# ABRAHAMU

### Imana ihamagara Abramu, imusaba kuva mu gihugu cye

[1]Uhoraho abwira Abramu ati «Wimuke uve mu gihugu cyawe, mu muryango wawe, mu nzu ya so, ujye mu gihugu nzakwereka.

[2]Nzakugira umuryango munini, nzaguha umugisha. Izina ryawe nzarigira ikirangirire, uzaba umunyamugisha.

[3]Abazakuvuga neza, nzabaha umugisha; uzagutuka nzamuvuma. Imiryango yose y'isi izaguherwamo umugisha.»

[4]Nuko Abramu aragenda, agenza uko Uhoraho yamubwiye, na Loti barajyana. Abramu yimuka mu mugi wa Harani; yari ageze mu kigero cy'imyaka mirongo irindwi n'itanu.

[5]Abramu ahagurukana n'umugore we Sarayi, na Loti umuhungu wa mwene se, hamwe n'ibintu byose bari batunze, n'abagaragu bose bari barahakiye i Harani; bagenda berekeza mu gihugu cya Kanahani.

### Abramu yambukiranya Kanahani, akamanukira mu Misiri

Nuko bagera mu gihugu cya Kanahani.

[6]Abramu yambukiranya igihugu cyose, agera ahantu hitwa Sikemu, ku giti cy'umushishi wa More. Abakanahani bari bagituye muri icyo gihugu.

[7]Uhoraho abonekera Abramu, aramubwira ati «Urubyaro rwawe nzaruha iki


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

gihugu.» Aho ngaho Abramu ahubaka urutambiro, arwubakira Uhoraho wari wamubonekeye.

8Ahavuye, ajya ku musozi uri iburasirazuba bwa Beteli. Nuko ashinga ihema rye hagati ya Beteli iburengerazuba, na Hayi mu burasirazuba. Aho ni ho yubakiye urutambiro Uhoraho, maze ahambariza izina rye.

9Hanyuma Abramu agenda yimuka, agana muri Negevu.

10Haza gutera inzara mu gihugu; Abramu ni ko kumanuka ajya mu Misiri guturayo, kuko inzara yari yabiyogoje mu gihugu.

11Igihe agiye kugera mu Misiri abwira umugore we Sarayi, ati «Dore, uri umugore mwiza mu maso, ufite uburanga.

12Abanyamisiri nibakubona bazavuga bati 'Uriya ni umugore we!' Jyewe bazanyica, wowe bakureke ubeho.

13Ndabigusabye, uravuge ko uri mushiki wanjye, kugira ngo bamfate neza kubera wowe; mbone no gukiza amagara yanjye, mbikesha wowe.»

14Koko rero Abramu ageze mu Misiri, Abanyamisiri basanga umugore we ari mwiza byahebuje.

15Abatware ba Farawo bamaze kumubona, bajya kumuratira Farawo; uwo mugore bamuzana mu ngoro ye.

16Nuko bafata neza Abramu ku mpamvu z'uwo mugore, abona amatungo magufi n'amatungo maremare, n'indogobe, n'abagaragu n'abaja, n'indogobe z'ingore n'ingamiya.

17Ariko Uhoraho ahanisha ibyago bikomeye Farawo n'urugo rwe, amuhora Sarayi umugore wa Abramu.

18Farawo ni ko guhamagaza Abramu, aramubwira ati «Wangize ibiki? Ni iki cyatumye utamenyesha ko ari umugore wawe?

19Kuki wambwiye ngo ni mushiki wawe, bigatuma mugira umugore wanjye? Ngaho noneho, dore umugore wawe, mufate ugende!»

20Farawo ategeka abantu be, baramwirukana, we, n'umugore we, n'ibye byose.

## Intangiriro 13

1Abramu azamuka ava mu Misiri ajya muri Negevu,azamukana n'umugore we n'ibyo yari atunze byose.Loti na we bari kumwe.

### Abramu na Loti batandukana

2Abramu yari umutunzi cyane, akize kuri zahabu na feza.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Nuko agenda yimuka, ava muri Negevu yerekeza i Beteli. Agera ahantu yari yarigeze gucumbika, hagati ya Beteli na Hayi.

4Aho nyine yari yarigeze kuhubaka urutambiro, yongera kuhambariza izina ry'Uhoraho.

5Loti wimukanaga na Abramu, na we yari atunze amatungo, amagufi n'amaremare, hamwe n'amahema.

6Igihugu nticyari kibahagije bombi, kandi kubera ubwinshi bw'amatungo yabo, kubana ntibyashobokaga.

7Haje kuvuka intonganya mu bashumba ba Abramu n'aba Loti. — Icyo gihe Abakanahani n'Abaperezi bari bagituye mu gihugu. —

8Abramu abwira Loti, ati «Ntihakabe intonganya muri twe, no ku bashumba banjye n'abawe, kuko turi abavandimwe.

9Mbese nturora iki gihugu cyose? Reka dutandukane. Nujya ibumoso nzajya iburyo, nujya iburyo nzajya ibumoso.»

10Loti aterera amaso, abona ikibaya cyose cya Yorudani, n'uko cyatembaga amazi impande zose. — Ibyo byabaye igihe Uhoraho yari atararimbura Sodoma na Gomora; muri icyo gihe icyo kibaya kugeza kuri Sowari cyari kimeze nk'ubusitani bw'Uhoraho , kimwe n'igihugu cya Misiri.—

11Loti yihitiramo ikibaya cyose cya Yorudani, agenda rero agana iburasirazuba. Batandukana batyo.

12Abramu we atura mu gihugu cya Kanahani, naho Loti atura mu migi y'icyo kibaya, amahema ye ayashinga hafi ya Sodoma.

13Abantu b'i Sodoma bari inkozi z'ibibi, bahoraga bacumura kuri Uhoraho.

14Loti amaze gutandukana na Abramu, Uhoraho abwira Abramu, ati «Ubura amaso uhereye aho uri, maze urebe mu majyaruguru no mu majyepfo, urebe mu burasirazuba no mu burengero bwaryo.

15Igihugu cyose uruzi ndakiguhaye burundu, wowe n'urubyaro rwawe.

16Urubyaro rwawe nzaruha kororoka rugwire nk'umukungugu wo ku isi. Mbese hari umuntu washobora kubara umukungugu w'isi? Ni ko n'urubyaro rwawe batazashobora kurubara!

17Haguruka utambagire iki gihugu mu burebure bwacyo no mu bugari bwacyo, kuko nkiguhaye.»

18Abramu ashingura amahema ye, ajya gutura hafi y'ibiti by'imishishi ya Mambure biri i Heburoni. Ahubakira Uhoraho urutambiro.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Intangiriro 14

### Abramu atsinda abami; igitambo cya Malekisedeki

1 Muri icyo gihe, Amurafeli umwami wa Shineyari, Ariyoki umwami wa Elasari, Kedorilahomeri umwami wa Elamu, Tideyali umwami wa Goyimu,

2 batera Bera umwami wa Sodoma, Birisha umwami wa Gomora, Shineyavu umwami wa Adama, Shemeveri umwami wa Seboyimu, n'umwami wa Bela ari yo Sowari.

3 Abatewe baremera urugamba mu kibaya cya Sidimu, ahari Inyanja y'Umunyu.

4 Kedorilahomeri yari yarabigaruriye imyaka cumi n'ibiri yose, maze mu wa cumi n'itatu baragaramba.

5 Mu wa cumi n'ine haza Kedorilahomeri n'abami bari mu gice cye. Baneshereza Abarefayimu ahitwa Ashitaroti-Karinayimu; Abazuzi bo banesherezwa i Hamu; Abahemi banesherezwa i Shawe-Kiriyatayimu;

6 Abahori banesherezwa mu misozi yabo ya Seyiri, kugeza kuri Eli-Parani, hafi y'ubutayu.

7 Hanyuma Kedorilahomeri n'abami bari kumwe basubirayo, bagera ku iriba rya Eni-Mishipati, ari ryo Kadeshi; bayogoza igihugu cy'Abamaleki kimwe n'Abahemori bari batuye i Hasasoni-Tamari.

8 Nuko umwami wa Sodoma n'uwa Gomora, uwa Adama, uwa Seboyimu n'uwa Bela ari yo Sowari, barema urugamba mu kibaya cya Sidimu.

9 Abo batanu barwana n'aba bane: Kedorilahomeri umwami wa Elamu, Tideyali umwami wa Goyimu, Amurafeli umwami wa Shineyari, na Ariyoki umwami wa Elasari.

10 Maze muri icyo kibaya cya Sidimu hakaba ibinamba byinshi by'ubujeni; mu guhunga kwabo umwami wa Sodoma n'uwa Gomora babigwamo, abasigaye bahungira mu misozi.

11 Abatsinze banyaga ibintu byose bya Sodoma n'ibya Gomora, batwara imyaka yose, nuko baragenda.

12 Bafata na Loti, umuhungu wabo wa Abramu, wari utuye i Sodoma; baramujyana hamwe n'ibye byose.

13 Uwacitse ku icumu aza kubibwira Abramu w'Umuhebureyi wari utuye hafi y'ibiti by'imishishi bya Mambure. Uwo Mambure yari Umuhemori, akaba mwene nyina wa Eshikoli na Aneri bari bashyize hamwe na Abramu.

14 Abramu yumvise ko umuhungu wabo yajyanywe bunyago, akoranya abagaragu be bavukiye iwe, bageze kuri magana atatu na cumi n'umunani, nuko bakurikirana ababisha kugeza ahitwa i Dani.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Abramu n'abe bigabanyamo imitwe, babatera nijoro, barabanesha, barabirukana
babageza i Hoba hakurya ya Damasi.

16Abramu yigarurira ibintu byose, agarura na mwene wabo Loti n'ibintu bye, kimwe
n'abagore na bene wabo.

17Abramu ubwo yahindukiraga amaze kunesha Kedorilahomeri n'abandi bami bari
kumwe, umwami wa Sodoma amusanganirira mu kibaya cya Shave, umubande
w'Umwami.

18Malekisedeki umwami wa Salemu azana umugati na divayi; yari
umuherezabitambo w'Imana Isumbabyose.

19Asabira Abramu umugisha avuga ati «Abramu nagire umugisha w'Imana
Isumbabyose yaremye ijuru n'isi!

20Kandi hasingizwe Imana Isumbabyose yashyize abanzi bawe mu maboko yawe!»
Nuko Abramu amutura igice cya cumi kuri byose.

21Umwami wa Sodoma abwira Abramu, ati «Mpa abantu, wijyanire ibintu.»

22Ariko Abramu asubiza umwami wa Sodoma, ati «Ndahiriye imbere y'Imana
Isumbabyose yaremye ijuru n'isi,

23ko kuva ku rudodo kugeza ku gashumi k'inkweto, nta kintu cyawe njyana, hato
utazavuga uti 'Ni jye wakijije Abramu'.

24Nta cyo nshaka, keretse ibiryo by'abagaragu banjye. Naho abo twatabaranye, Aneri,
Eshikoli na Mambure bafate umugabane wabo ubwabo!»

## Intangiriro 15

### Imana igirana Isezerano na Abramu

1Ibyo birangiye, Uhoraho abwirira Abramu mu nzozi, ati «Abramu, ntutinye, ndi
ingabo igukingiye; ibihembo byawe bizaba byinshi cyane.»

2Abramu aramusubiza ati «Nyagasani Mana, wampa iki? Jyewe ngiye gupfa nta kana,
kandi uzanzungura ni Eliyezeri w'i Damasi.»

3Ati «Dore nta rubyaro wampaye, none ngiye kuzungurwa n'umwe mu bagaragu
banjye.»

4Uhoraho ni ko kumubwira ati «Nta bwo ari we uzakuzungura, ahubwo uzazungurwa
n'uzaturuka mu maraso yawe.»

5Nuko Uhoraho amujyana hanze, aramubwira ati «Ubura amaso urebe hejuru, maze
ubare inyenyeri niba ushobora kuzibara.» Nuko aramubwira ati «Dore ni kuriya
urubyaro rwawe ruzangana.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6Abramu yemera Uhoraho, bituma amubonamo ubutungane.

7Aramubwira ati «Ndi Uhoraho wagukuye muri Uri y'Abakalideya, kugira ngo nzakugabire iki gihugu.»

8Abramu aramusubiza ati «Nyagasani Mana, nzabwirwa n'iki ko nzagitunga?»

9Uhoraho ati «Jya kunshakira inyana y'imyaka itatu, uzane n'ihene y'imyaka itatu, isekurume y'intama y'imyaka itatu hamwe n'intungura n'inuma.»

10Abramu amuzanira ayo matungo yose, ayasaturamo kabiri, igisate kimwe akirambika imbere y'ikindi, ariko inyoni ntiyazibaga atyo.

11Inkongoro ziza kurya izo ntumbi, Abramu arazirukana.

12Izuba rigiye kurenga, Abramu afatwa n'ibitotsi, arasinzira araheranwa. Ubwoba bumutaha ari bwinshi, abutewe n'umwijima w'icuraburindi.

13Uhoraho abwira Abramu, ati «Menya neza ko abazagukomokaho bazasuhukira mu gihugu kitari icyabo; bazakibamo abacakara, bazicishwe uburetwa imyaka magana ane yose.

14Ariko abo bazaba barabereye abacakara na bo nzabahana. Hanyuma abazagukomokaho bazahimukane ibintu byinshi.

15Naho wowe uzigendera mu mahoro, usange ba sokuruza bawe; uzahambwa mu mahoro ugeze mu zabukuru.

16Bazagaruka ino ku gisekuruza cya kane, kuko ibyaha by'Abahemori bitarashira inyuma.»

17Igihe izuba rimaze kurenga, n'umwijima umaze gukwira hose, ifumba icumbeka n'ikibatsi cy'umuriro binyura hagati ya za nyamaswa zaciwemo kabiri.

18Uwo munsi Uhoraho agirana amasezerano na Abramu, muri aya magambo ati «Iki gihugu ngihaye urubyaro rwawe, kuva ku ruzi rwa Misiri kugeza ku ruzi runini rwa Efurati.»

19Ni igihugu cy'Abakeniti, Abakenisi, Abakadimoni,

20Abaheti, Abaperezi, Abarefayimu,

21Abahemori, Abakanahani, Abagirigashi, n'Abayebuzi.

## Intangiriro 16

### Ivuka rya Ismaheli

1Sarayi, umugore w'Abramu, nta mwana yari yaramubyariye; ariko akaba yari afite umuja w'Umunyamisirikazi, akitwa Hagara.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2Sarayi ni ko kubwira Abramu, ati «Nyamuneka, ndabigusabye, dore Uhoraho yambujije kubyara. Sanga uriya muja wanjye, none ahari nazamubonaho umwana.» Abramu yemera iyo nama ya Sarayi.

3Hari hashize imyaka cumi Abramu atuye mu gihugu cya Kanahani, ubwo Sarayi umugore we amuzaniye Hagara umuja we w'Umunyamisiri, kugira ngo amubere umugore.

4Abramu arongora Hagara, nuko Hagara asama inda. Abonye atwite ntiyaba akita kuri nyirabuja.

5Nuko Sarayi abwira Abramu, ati «Ni wowe utera aka gasuzuguro ngirirwa! Ni jye waguhaye umuja wanjye. None aho amariye kubona atwite, sinkigira agaciro kuri we. Ngaho Uhoraho naducire urubanza twembi!»

6Abramu abwira Sarayi, ati «Dore umuja wawe ni wowe umugenga; umugire uko ushatse.» Ubwo Sarayi aramutoteza, undi arahunga, aramubisa.

7Umumalayika w'Uhoraho aza guhurira na Hagara mu butayu, hafi ya rya riba riri ku nzira igana i Shuru.

8Nuko aramubaza ati «Hagara, muja wa Sarayi, urava he ukajya he?» Undi aramusubiza ati «Ndahunga mabuja Sarayi.»

9Umumalayika w'Uhoraho aramubwira ati «Subira kwa nyokobuja maze ujye umwumvira.»

10Arongera ati «Nzongera abazagukomokaho, nzabagira benshi ku buryo batazashobora kubarika.»

11Umumalayika w'Uhoraho ati «Uratwite, kandi uzabyara umwana w'umuhungu, ukazamwita rero Ismaheli kuko Uhoraho yumvise agasuzuguro bagusuzuguye.

12Naho we azaba nk'indogobe y'ishyamba itimirwa! Azarwanya bose, bose bamurwanye. Azahora atura yitaruye bene nyina.»

13Hagara yambaza izina ry'Uhoraho wari umaze kumubwira ibyo ngibyo, avuga ati «Uri Imana imbona». Yaribwiraga ati «Ese koko aha ni ho namuboneye, We uhora ambona?»

14Ni cyo cyatumye iryo riba baryita Iriba rya Lahayi-Royi (irya Nyir'ubuzima umbona), rikaba hagati ya Kadeshi na Beredi.

15Hagara abyarira atyo Abramu umwana w'umuhungu, maze uwo mwana Abramu amwita Ismaheli.

### Izina rya Abramu rihinduka Abrahamu

16Abramu yari afite imyaka mirongo inani n'itandatu, igihe Hagara amubyariye Ismaheli.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

**Intangiriro 17**

1Nuko ageze mu kigero cy'imyaka mirongo urwenda n'icyenda, Uhoraho aramubonekera, aramubwira ati «Ni jye Mana Nyir' ububasha. Ukurikire inzira zanjye ube intungane.

2Ngiranye nawe Isezerano kandi nzaguha kororoka bitagira urugero.»

3Abramu yubika umutwe ku butaka, Imana iramubwira iti

4«Ngiri rero Isezerano ryanjye nawe: uzaba sekuru w'imiryango itabarika.

5Nta bwo bazongera kukwita Abramu, ahubwo izina ryawe kuva ubu ribaye Abrahamu, kuko nzakugira sekuru w'imiryango itabarika.

6Nzaguha kororoka cyane, nzakuvanamo imiryango, kandi abami bazakuvukaho.

7Nzagirana Isezerano nawe, nzanarigirane n'abazagukomokaho. Iryo Sezerano rizahoraho, kugira ngo mbe Imana yawe, n'iy'urubyaro rwawe ubuziraherezo.

8Wowe n'urubyaro rwawe nzabaha gutunga burundu iki gihugu wasuhukiyemo, igihugu cyose cya Kanahani, maze nzababere Imana.»

**Igenya: ikimenyetso cy'Isezerano**

9Imana ibwira Abrahamu, iti «Uzakomeze rero Isezerano ryanjye, wowe n'abo uzabyara, uko ibisekuru bizasimburana.

10Dore rero iryo Sezerano nzagirana nawe n'urubyaro rwawe: umwana wanyu wese w'umuhungu, azagenywe.

11Muzikatisha agashishwa ku ruhu rw'umubirigabo wanyu, maze bizabe ikimenyetso cy'Isezerano ryanjye namwe.

12Umwana wese w'umuhungu namara iminsi munani azagenywa, uko muzajya mubabyara: ari uwavutse mu nzu yanyu, ari n'umuvamahanga mwaguze feza utari uwo mu bwoko bwawe.

13Umugaragu wavutse iwanyu muzamugenye, uwo mwaguze feza na we muzamugenye. Bityo Isezerano ryanjye rigaragarira mu mubiri wanyu rizaba iry'iteka ryose.

14Ariko utazagenywa wese, umwana w'umuhungu batazakuraho agahu ko ku mubirigabo we, uwo muntu azacibwe mu muryango wamubyaye, azaba yarishe Isezerano ryanjye.»

15Imana ibwira Abrahamu, iti «Sarayi umugore wawe, ntuzongere kumwita Sarayi, ahubwo uzamwita Sara.

16Nzamuha umugisha, ndetse nzamuha kukubyarira umwana w'umuhungu. Nzamuha umugisha, azaba nyirakuruza w'amahanga, n'abami b'imiryango

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bazamukomokaho.»

17Abrahamu yubika umutwe hasi, araturika araseka. Aribwira ati «Mbese hari
umwana wavuka ku musaza w'imyaka ijana? Na Sara ufite imyaka mirongo urwenda,
yashobora kubyara?»

18Abrahamu ni ko kubwira Imana, ati «Icyampa gusa ngo Ismaheli umukomereze
ubugingo!»

19Imana iti «Reka da! Ahubwo ni Sara uzakubyarira umwana, ukazamwita Izaki.
Nzagirana Isezerano na we, Isezerano rizahoraho iteka kuri we n'urubyaro rwe.

20Naho ku byerekeye Ismaheli, ndakumva. Muhaye umugisha, nzamuha kugwira no
kororoka bitagira urugero. Azaba se w'ibikomangoma cumi na bibiri, kandi
nzamugira umuryango ukomeye.

21Nyamara Isezerano ryanjye nzarigirana na Izaki, uwo Sara azakubyarira undi
mwaka iki gihe.»

22Imana imaze kuvugana na Abrahamu, imusiga aho, irazamuka.

23Nuko uwo munsi nyine, Abrahamu agenya Ismaheli umwana we, n'abari mu rugo
rwe bose, n'abo yari ahatse buja yarabaguze feza, abahungu bose bari mu rugo rwe,
mbese nk'uko Imana yari yabimubwiye.

24Abrahamu yari mu kigero cy'imyaka mirongo urwenda n'icyenda igihe
yigenyesheje.

25Naho umuhungu we Ismaheli yari umwana w'imyaka cumi n'itatu, igihe bamukase
agahu k'umubirigabo we.

26Uwo munsi Abrahamu n'umuhungu we Ismaheli barabagenya.

27Ab'igitsinagabo bose bo mu rugo rwe, ari abagaragu bahavukiye, ari
n'abanyamahanga yari yaraguze feza, bose bagenyerwa hamwe na we.

## Intangiriro 18

### Imana imenyesha ko Sara azabyara

1Imana yongera kubonekera Abrahamu ku biti by'imishishi bya Mambure.
Abrahamu yari yiyicariye ku muryango w'ihema rye, igihe cy'icyokere cyo ku
manywa y'ihangu.

2Ngo yubure amaso, abona abagabo batatu bamuhagaze imbere. Ababonye ava aho
yari yicaye ku butaka.

3Aravuga ati «Shobuja, niba ngize ubutoni mu maso yawe, ntuce ku mugaragu wawe.

4Nibazane utuzi, mwoge ibirenge, muruhukire mu nsi y'iki giti;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5mbazanire n'igisate cy'umugati, musame agatima mbere yo gukomeza urugendo, ubwo mwanyuze hafi y'umugaragu wanyu.» Baramubwira bati «Kora uko ubivuze.»

6Abrahamu yihuta agana ihema asanga Sara, aramubwira ati «Gira bwangu, wende incuro eshatu z'ifu, uyikate, maze wotse utugati.»

7Hanyuma Abrahamu yirukira mu bushyo bw'inka, afatamo akamasa gashishe karyoshye, maze agaha umugaragu we ngo yihutire kugatunganya.

8Yenda amata n'amavuta, n'inyama z'ako kamasa yateguje, arabibahereza; we ahagarara mu nsi y'igiti iruhande rwabo, barafungura.

9Nuko baramubaza bati «Sara umugore wawe ari hehe?» Arabasubiza ati «Ari hariya mu ihema.»

10Uhoraho ati «Nzagaruka iwawe undi mwaka iki gihe; icyo gihe Sara, umugore wawe, azaba yarabyaye umwana w'umuhungu.» Ubwo Sara yarumvaga, ahagaze inyuma ya Abrahamu mu muryango w'ihema.

11Abrahamu na Sara bari bashaje cyane, kandi Sara yari yararetse kugira ibyo abandi bagore bagira.

12Nuko Sara araturika asekera mu mutima, yibwira ati «Ubu ko nashaje, nashobora nte kugira ibyishimo, kandi ko na databuja ari umukambwe?»

13Uhoraho abwira Abrahamu, ati «Ni iki gishekeje Sara, kigatuma yibaza ngo mbese ubu nzabyara, ko nshaje?

14Hari ikintu se kinanira Uhoraho? Undi mwaka iki gihe, nzagaruka iwawe, Sara azaba yarabyaye umwana w'umuhungu.»

15Sara ahakana avuga ati «Sinigeze nseka», kuko yari afite ubwoba. Uhoraho ati «Nyamara wasetse!»

### Abrahamu asabira Sodoma

16Ba bagabo barahaguruka berekeza amaso kuri Sodoma; Abrahamu ajyana na bo abaherekeje.

17Uhoraho aravuga ati «Ese nahisha Abrahamu icyo ngiye gukora?

18Kandi Abrahamu azaba umuryango munini unakomeye, maze amahanga yose y'isi akazamuherwamo umugisha.

19Koko rero naramutoye kugira ngo azatoze abana be n'abo mu nzu ye kuzakomeza inzira y'Uhoraho, bakurikiza ubutabera n'ubutungane, amaze gusaza; bityo Uhoraho azabone kurangiriza Abrahamu icyo yamusezeranyije.»

20Hanyuma Uhoraho ati «Induru iterwa na Sodoma na Gomora imaze kuba ndende, n'icyaha cyabo kirakabije!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

21Ngiye kumanuka ndebe niba iby'induru yangezeho ari ko babigenjeje koko. Niba atari ibyo kandi na byo mbimenye.»

22Ba bagabo bagenda berekeje i Sodoma, Abrahamu we akomeza guhagarara imbere y'Uhoraho.

23Abrahamu aramwegera ati «Koko ugiye kwica intungane hamwe n'umunyabyaha?

24Hari n'aho wenda haboneka abantu mirongo itanu b'intungane mu mugi! Ubwo se koko warimbura uriya mugi? Ntiwababarira hariya hantu ugiriye izo ntungane mirongo itanu?

25Uramenye ntukabigenze utyo, ngo wice umunyabyaha hamwe n'intungane; intungane zaba zipfuye urw'abagome. Ntibikabeho! Ucira imanza isi yose ntakarenganye!»

26Uhoraho ati «Ninsanga muri Sodoma hari intungane mirongo itanu, nzahagirira imbabazi, nzahasonera kubera izo ntungane mirongo itanu.»

27Abrahamu ati «Jye mukungugu, jyewe w'ivu, nongeye kuvugisha Databuja.

28Za ntungane mirongo itanu, nihaburamo eshanu, bizatuma usenya uriya mugi wose?» Uhoraho ati «Nimpasanga intungane mirongo ine n'eshanu, sinzahasenya.»

29Abrahamu ati «Ahari wenda haboneka mirongo ine!» Uhoraho ati «Sinzawusenya, ngiriye abo mirongo ine.»

30Abrahamu ati «Databuja ntarakare, nongeye kubaza: ahari wenda haboneka mirongo itatu.» Uhoraho ati «Sinzawusenya, ninywusangamo mirongo itatu.»

31Abrahamu ati «Nongeye kwiyemeza kubaza Databuja: ahari wenda haboneka makumyabiri?» Uhoraho ati «Sinzahasenya nihaboneka makumyabiri.»

32Abrahamu ati «Databuja ntarakare, reka noneho mvuge ubwa nyuma: ahari wenda haboneka icumi gusa.» Uhoraho ati «Sinzahasenya, ngiriye abo cumi.»

33Uhoraho ngo arangize kuvugana na Abrahamu, aragenda, maze Abrahamu asubira iwe.

## Intangiriro 19

### Sodoma irimbuka: Loti akarokoka

1Ba Bamalayika uko ari babiri bagera i Sodoma nimugoroba. Loti yari yicaye ku irembo ry'umugi. Loti ngo ababone arahaguruka, arabasanganira, arapfukama yubika umutwe ku butaka.

2Nuko aravuga ati «Ndabinginze, ba databuja, nimwinjire mu nzu y'umugaragu wanyu, mwoge ibirenge, murare, maze ejo muzazinduke mukomeze urugendo rwanyu.» Baramubwira bati «Oya, turarara hariya ku irembo.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3 Arakomeza arabahata, baremera bajya iwe, binjira mu nzu. Abategurira ibyo kurya, abatekeshereza utugati tudasembuye, bararya.

4 Babaye batararyama, baterwa n'abagabo bo muri uwo mugi wa Sodoma, kuva ku muto kugeza ku musaza, mbese abaturage bose, inzu barayigota.

5 Nuko bahamagara Loti bati «Abo bagabo baje iwawe iri joro bari hehe? Batuzanire tubishimisheho.»

6 Loti arasohoka asiga akinze.

7 Arababwira ati «Bavandimwe, ndabibasabye mwikora ishyano.

8 Dore mfite abakobwa babiri b'isugi, ngiye ahubwo kuba ari bo mbaha mubakoreshe icyo mushaka; naho bariya bagabo ntimugire icyo mubatwara, kuko ari abashyitsi banjye.»

9 Baramusubiza bati «Hoshi igirayo!» Barabwirana bati «Uyu nguyu asuhukiye ino vuba, none dore arigira umucamanza! Turaza kumugirira nabi kurusha uko twari kuyigirira abo bantu.» Loti baramuhirika, begera urugi ngo barumene.

10 Ariko ba bagabo babiri bakingira Loti amaboko yabo, bamugarura mu nzu, barafunga.

11 Naho ya mbaga yari ihagaze ku muryango w'inzu babahuma amaso kuva ku muto kugeza ku mukuru, ntibashobora kumenya aho umuryango uherereye.

12 Abo bagabo babaza Loti, bati «Hari abandi bantu bawe bari hano? Hari umukwe? Hari abahungu cyangwa abakobwa bawe? Abo ufite mu mugi bose, uhababakure!

13 Tugiye kuharimbura, kuko induru iterwa na Sodoma ari ndende imbere y'Uhoraho. None yatwohereje ngo tubarimbure.»

14 Loti ni ko gusohoka abwira abakwe be yari kuzashyingira abakobwa be ati «Nimuhaguruke muve aha hantu, kuko Uhoraho agiye kuhasenya.» Ariko abakwe be bakabona ko ari amashyengo.

15 Umuseke ukebye abamalayika batota Loti, bati «Haguruka, n'umugore wawe n'abakobwa bawe babiri bari hano, kugira ngo ejo mutazavaho muzira ibyaha by'uyu mugi.»

16 Agishidikanya, abamalayika babafata ukuboko, we n'umugore we, n'abakobwa be uko ari babiri, nuko barabasohokana, kuko Uhoraho yari yamugiriye impuhwe.

17 Babagejeje hanze, baramubwira bati «Kiza amagara yawe! Nturebe inyuma, ntugire aho uhagarara muri iki kibaya cyose. Uhungire mu misozi, udapfa.»

18 Loti arababwira ati «Oya, Nyagasani!

19 Dore, jyewe umugaragu wawe, nagize ubutoni mu maso yawe kandi wangiriye

ineza ikomeye, ukiza amagara yanjye. Ariko sinashobora guhunga ngo ngere kuri uriya musozi, icyo cyago kitaramfata ngo mpfe.

20Dore, kariya kadugudu ureba kari hafi bihagije kugira ngo nkageremo; ni kanzinya cyane, reka abe ari ho mpungira, maze mbeho!»

21Undi ati «Nongeye kukugirira ubuntu, sinsenya kariya kadugudu uvuze.

22Ngaho rero ihute uhungireyo. Kuko nta cyo nshobora gukora utaragerayo.» Ni cyo cyatumye ako kadugudu bakita Sowari (ari byo kuvuga kanzinya).

23Izuba ryarashe Loti ageze i Sowari.

24Nuko Uhoraho agusha kuri Sodoma na Gomora imvura y'umuriro uvanze n'ubumara biturutse ku ijuru no kuri Uhoraho.

25Atsemba iyo migi yombi n'ikibaya cyose; atsemba abaturage b'iyo migi, n'ibimera byose ku butaka birakongoka.

26Umugore wa Loti aza kureba inyuma, ahita ahinduka igishyinga cy'umunyu.

27Abrahamu azindukira aho yari yaraye ahagaze imbere y'Uhoraho.

28Yerekeza amaso kuri Sodoma na Gomora, kuri cya kibaya; abona umwotsi ucucumuka mu butaka nk'uva mu itanura.

29Nguko rero uko Imana yibutse Abrahamu, ikavana Loti mu byago, igihe irimbuye imigi y'akarere Loti yari atuyemo.

### Loti n'abakobwa be

30Loti azamuka ava i Sowari ajya gutura mu misozi yirengeye, ajyana n'abakobwa be babiri. Yatinye rero gutura i Sowari, ahubwo yiturira mu buvumo, we n'abakobwa be uko ari babiri.

31Umukuru aza kubwira umuto ati «Data arashaje, kandi mu gihugu cyose nta ho tuzabona umugabo ngo aturongore, nk'uko bigenda ahandi hose.

32Ngwino tunyweshe data divayi, maze turyamane , kugira ngo dutume data asiga imbuto.»

33Iryo joro batereka se divayi. Umukuru ararana na se. Se ntiyabimenya, ntiyamenya igihe umukobwa yaryamiye n'igihe yabyukiye.

34Bukeye umukuru abwira umuto ati «Dore ejo nararanye na data; twongere iri joro tumutereke divayi, uze uryamane na we. Bityo tuzaba dutumye data asiga imbuto.»

35Iryo joro na none batereka se divayi. Umuto arahaguruka ajya kurarana na we. Se ntiyabimenya, ntiyamenya igihe umukobwa yaryamiye, n'igihe yabyukiye.

36Abakobwa ba Loti basama inda batyo, bazitewe na se.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

37 Umukuru abyara umuhungu amwita Mowabu ; ni we sekuru w’Abamowabu, bakiriho n’ubu.

38 Umuto na we abyara umuhungu, amwita izina rya Benihami ; ni we sekuru w’Abahamoni, bakiriho n’ubu.

## Intangiriro 20

### Abrahamu na Abimeleki

1 Abrahamu ava aho ngaho ajya mu gihugu cya Negevu, atura hagati ya Kadeshi na Shuru, hanyuma ajya i Gerari ahamara igihe.

2 Abrahamu aza kuvuga ko Sara umugore we ari mushiki we. Nuko Abimeleki, umwami w’igihugu cya Gerari, yohereza abantu kumuzanira Sara.

3 Ariko Imana isanga Abimeleki mu nzozi nijoro, iramubwira iti «Ugiye gupfa uzize umugore wacyuye kuko afite umugabo.»

4 Abimeleki yari ataramwegera. Nuko aravuga ati «Nyagasani, ese uzanyica n’abanjye bose kandi turi intungane?

5 Uwo mugabo ntiyari yambwiye ati ’Ni mushiki wanjye’? N’uwo mugore akambwira ati ’Ni musaza wanjye’? Ibyo nakoze nabigiranye umutima utaryarya, ndi umwere.»

6 Imana imusubiriza mu nzozi, igira iti «Nanjye nari nzi ko wabigiranye umutima utaryarya, ni cyo cyatumye nkubuza kuncumuraho. Ni yo mpamvu ntakwemereye kumukoraho.

7 Noneho subiza uriya muntu umugore we, kuko uriya ari umuhanuzi; azagusabira, ubeho. Niba utamumushubije, umenye ko uzapfa nta kabuza wowe n’abawe bose.»

8 Abimeleki arazinduka, ahamagaza abagaragu be bose abatekerereza ibyo byose. Abantu bashya ubwoba.

9 Hanyuma ahamagaza Abrahamu, aramubaza ati «Watugize ibiki! Nagucumuyeho iki cyatumye jye n’igihugu cyanjye udushyira mu cyaha gikomeye gityo? Wangiriye ibidakorwa!»

10 Abimeleki arongera ati «Ibyo wabigize ushaka kugera ku ki?»

11 Abrahamu ati «Ni uko nibwiraga nti ’Aha hantu ntibubaha Imana na gato, bazanyica banziza umugore wanjye.’

12 Byongeye kandi ni mushiki wanjye koko, kuko dusangiye data, ariko ntidusangiye mama; ubu ni umugore wanjye.

13 Ubwo Imana yankuraga mu nzu ya data, ikanzerereza, nabwiye Sara nti ’Dore ineza uzajya ungirira aho tuzajya tugera hose: uzajye uvuga yuko ndi musaza wawe.’»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14Abimeleki azana intama n'inka, abagaragu n'abaja, abiha Abrahamu, kandi amusubiza Sara umugore we.

15Abimeleki aramubwira ati «Mbese nturora igihugu cyanjye cyose? Uzature aho uzashaka hose.»

16Abwira Sara, ati «Dore mpaye musaza wawe amasikeli igihumbi ya feza; koko ni yo azabera abo muri kumwe nk'agatambaro kabakinze mu maso kugira ngo ibyabaye boye kubibonamo ishyano, naho wowe ubaye umwere rwose.»

17Abrahamu atakambira Imana ikiza Abimeleki, ikiza n'umugore we n'abaja be, barabyara.

18Kuko Imana yari yaragumbahishije abagore bose bo mu rugo rwa Abimeleki, ibahora Sara umugore wa Abrahamu.

## Intangiriro 21

### ABRAHAMU NA IZAKI

#### Ivuka rya Izaki

1Uhoraho agenderera Sara nk'uko yari yarabivuze, amugenzereza uko yari yaramubwiye.

2Sara asama inda, abyarira umusaza Abrahamu umwana w'umuhungu, ku gihe Imana yari yavuze.

3Abrahamu yita umuhungu we Izaki, uwo Sara yari yamubyariye.

4Hanyuma Abrahamu agenya Izaki ku munsi wa munani, nk'uko Imana yari yarabimutegetse.

5Izaki avuka, Abrahamu yari ageze mu kigero cy'imyaka ijana.

6Sara araterura ati «Imana inteye guseka, n'undi wese uzabyumva azansekera !»

7Arongera ati «Ni nde wigeze abwira Abrahamu ngo 'Sara azonsa abana'? Nyamara dore mubyariye umuhungu mu zabukuru!»

#### Hagara na Ismaheli bameneshwa

8Umwana arakura, aracuka. Umunsi wo gucutsa Izaki, Abrahamu akoresha ibirori, ararika abantu benshi, arabagaburira.

9Bukeye, wa muhungu Hagara Umunyamisirikazi yari yarabyariye Abrahamu, Sara amubona akina.

10Ni ko kubwira Abrahamu, ati «Menesha uriya muja n'umwana we, kuko umwana w'uriya muja atagomba kuzagabana umurage n'umwana wanjye Izaki.»

11Ibyo birakaza Abrahamu cyane, kuko yari umuhungu we.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12 Ariko Imana iramubwira iti «Iby'umuhungu wawe n'umuja wawe ntibigutere umutima mubi. Icyo Sara akubwira cyose umwumve, kuko Izaki ari we umuryango witiriwe izina ryawe uzaturukaho.

13 Naho umuhungu w'umuja wawe, na we nzamugira umuryango, kuko na we ari uwawe.»

14 Abrahamu arazinduka cyane, yenda umugati n'isaho y'uruhu irimo amazi, abiha Hagara amuhekesha umwana ku bitugu, aramusezerera. Aragenda ajya kuzerera mu butayu bwa Berisheba.

15 Amazi aza gushira muri ya saho y'uruhu, umwana amuta mu gihuru.

16 Aragenda ajya kwicara ahitaruye, nk'intera y'aho umuheto wageza. Ubwo yaribwiraga ati «Noye kureba aho umwana wanjye apfa!» Yicara ahitegeye, atera hejuru ararira.

17 Imana yumva ijwi ry'umwana, maze Malayika w'Imana ahamagarira Hagara mu ijuru ati «Hagara, ni iki? Wigira ubwoba, kuko Imana yumviseijwi ry'umwana aho ari.

18 Haguruka! Ujyane umwana umufashe ukuboko, kuko nzamugira umuryango mugari.»

19 Imana imuhumura amaso, abona iriba aragenda avoma amazi yuzuza isaho, aramiza umwana.

20 Nuko Imana ibana n'uwo muhungu, arakura, atura mu butayu, aba umurashi.

21 Atura mu butayu bwa Parani, nyina amushyingira umukobwa wo mu gihugu cya Misiri.

### Abrahamu n'Abimeleki bagirana Isezerano

22 Muri iyo minsi Abimeleki na Pikoli, umutware w'ingabo ze, babwira Abrahamu bati «Imana iri kumwe nawe mu byo ukora byose.

23 Noneho rero ngaho ndahira ku Mana tukiri aha ngaha, ko utazampenda ubwenge, jyewe, umwana wanjye, cyangwa umwuzukuru wanjye. Uzatubera incuti, jyewe n'igihugu utuyemo, nk'uko twakubereye incuti.

24 Abrahamu ati «Ndabirahiye.»

25 Abrahamu yinubira Abimeleki ku by'iriba abagaragu b'Abimeleki bari bamunyaze.

26 Abimeleki atera hejuru ati «Sinzi uwabigize! Nawe nta bwo wigeze ugira icyo ubimbwiraho, kandi nanjye ni uyu munsi nabyumvise.»

27 Abrahamu azana amatungo magufi n'amaremare, abiha Abimeleki; bombi bagirana isezerano.

28 Abrahamu arobanura abana b'intama z'inyagazi, indwi zo mu mukumbi we.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

29Abimeleki abwira Abrahamu, ati «Utwo twana tw'intama tw'utunyagazi turindwi urobanuye, bisobanura iki?»

30Aramusubiza ati «Uko ari turindwi, ndatuguha kugira ngo bimbere gihamya cy'uko ari jye wafukuye iryo riba.»

31Ni cyo cyatumye aho hantu bahita Berisheba, kuko ari ho barahiriye bombi.

32Nuko bagirana isezerano i Berisheba. Abimeleki ahagurukana na Pikoli umutware w'ingabo ze, basubira mu gihugu cy'Abafilisiti.

33Abrahamu atera igiti cya tamarisi, agitera i Berisheba, yambarizayo Izina ry'Uhoraho, Imana y'ubuziraherezo.

34Abrahamu amara iminsi muri icyo gihugu cy'Abafilisiti yari yarasuhukiyemo.

## Intangiriro 22

### Abrahamu yemera gutamba Izaki

1Nyuma y'ibyo Imana igerageza Abrahamu, iramubwira iti «Abrahamu!» Arayisubiza ati «Ndi hano.»

2Imana iti «Fata umwana wawe, umwana wawe w'ikinege ukunda, Izaki; ujye mu karere ka Moriya. Nuhagera uzamutambeho igitambo gitwikwa, ku musozi nzakwereka.»

3Abrahamu arazinduka, yasa inkwi z'igitambo gitwikwa; ategura indogobe ye, nuko aragenda hamwe n'abagaragu be babiri na Izaki umwana we w'umuhungu, berekeza mu karere Imana yari yamubwiye.

4Ku munsi wa gatatu, Abrahamu yubura amaso; aho hantu ahabonera kure.

5Maze abwira abagaragu be, ati «Nimugume hano n'iyi ndogobe; jye n'umwana turabanza tugende tujye gusenga, hanyuma turahindukira tubasange.»

6Abrahamu yenda inkwi z'igitambo gitwikwa, azikorera umuhungu we Izaki; ajyana urujyo rurimo amakara yaka, n'icyuma. Nuko bombi barajyanirana.

7Izaki abwira se Abrahamu, ati «Dawe!» Undi ati «Ni ibiki, mwana wanjye?» Izaki ati «Ko mbona umuriro n'inkwi, intama yo gutamba iri hehe?»

8Abrahamu aramusubiza ati «Imana iri burebe aho yibonera intama yo gutamba, mwana wanjye!» Nuko bombi barakomeza barajyanirana.

9Bageze aho Imana yari yaramweretse, Abrahamu ahubaka urutambiro, arugerekaho inkwi, aboha umwana we Izaki, amushyira kuri urwo rutambiro hejuru y'inkwi.

10Nuko Abrahamu abangura ukuboko, afata icyuma ngo atambe umwana we.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11Ubwo Malayika w'Uhoraho amuhamagarira mu ijuru ati «Abrahamu! Abrahamu!» Undi ati «Ndi hano.»

12Malayika w'Uhoraho ati «Ntukoze ukuboko kuri uwo mwana! Ntugire icyo umutwara, kuko ubu ngubu menye ko wubaha Imana, ukaba utanyimye umwana wawe w'ikinege.»

13Abrahamu ngo yubure amaso, abona inyuma ye imfizi y'intama; amahembe yayo yari yafatiwe mu gihuru. Abrahamu aragenda, arayifata, ayituraho igitambo gitwikwa mu kigwi cy'umwana we.

14Aho hantu Abrahamu ahita Hareba — Uhoraho; ni cyo gituma na n'ubu bakivuga ngo 'Ku musozi Uhoraho areberwaho'.

15Malayika w'Uhoraho ahamagarira Abrahamu mu ijuru ubwa kabiri,

16aramubwira ati «Ndahiye mu izina ryanjye — uwo ni Uhoraho ubivuze — ubwo wangenjereje utyo, ntunyime umwana wawe w'ikinege,

17nzaguha umugisha; abazagukomokaho nzabaha kororoka nk'inyenyeri zo mu kirere, n'umusenyi wo ku nkombe y'inyanja, maze bazigarurire amarembo y'abanzi babo.

18Kandi urubyaro rwawe, ni rwo amahanga yose y'isi azifurizanyamo umugisha, kuko wumviye ijambo ryanjye.»

19Abrahamu arahindukira, asanga abagaragu be; nuko barahaguruka, basubira i Berisheba; arahatura.

### Abakomoka kuri Nahori

20Nyuma y'ibyo, bamenyesha Abrahamu, bati «Dore, Milika na we yabyariye murumuna wawe Nahori abana b'abahungu:

21imfura ye ni Husi, hagataho murumuna we Buzi, na Kemuweli se wa Aramu,

22na Kesedi, Hazo, Pilidashi, Yilidafi na Betuweli.»

23Betuweli ni we se wa Rebeka. Abo uko ari umunani ni bo Milika yabyariye Nahori murumuna wa Abrahamu.

24Inshoreke ye yitwa Rewuma na yo ibyara Tevahi, Gahamu, Tahashi na Mahaka.

## Intangiriro 23

### Urupfu rwa Sara: Abrahamu agura ubuvumo azamuhambamo

1Sara yabayeho imyaka ijana na makumyabiri n'irindwi.

2Sara yapfiriye i Kiriyati — Haruba, ari yo Heburoni, mu gihugu cya Kanahani. Abrahamu aramuririra, aramwiraburira.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Hanyuma arahaguruka, ava ku murambo we ngo ajye kumvikana na bene Heti.

4Nuko arababwira ati «Ndi umusuhuke n'umushyitsi muri mwe; nimumpe ikibanza cyo guhambamo umuntu wanjye witahiye.»

5Bene Heti basubiza Abrahamu bamubwira bati

6«Shobuja, umva icyo tukubwira. Imana yakugize umuntu ukomeye muri twe. Uhambe umuntu wawe mu mva uri buhitemo mu mva zacu zose. Ntawakwima imva yo guhambamo umuntu wawe.»

7Abrahamu arahaguruka, arapfukama, yubika umutwe ku butaka imbere ya bene igihugu, ari bo bene Heti.

8Arababwira ati «Niba koko mwemera ko mpamba umuntu wanjye wigendeye, mu mva y'iwanyu, munyumve: nimunyingingire Efuroni mwene Sohari,

9maze ampe ubuvumo bwe buri i Makipela ku rubibi rw'umurima we. Ahangurishe ku giciro gikwiye cya feza, abe ari ho haba irimbi ryanjye iwanyu.»

10Efuroni yari yicaranye na bene Heti. Efuroni w'Umuheti rero asubiza Abrahamu mu maso ya bene Heti, ari na bo bahitaga ku irembo ry'umugi wabo. Nuko aravuga ati

11«Shobuja, umva icyo nkubwira: uwo murima ndawuguhaye, n'ubuvumo burimo ndabuguhaye; mbiguhereye imbere y'umuryango wanjye. Hamba umuntu wawe.»

12Abrahamu arapfukama, yubika umutwe ku butaka imbere ya bene igihugu.

13Abwira Efuroni, bene igihugu bamwumva, ati «Ndakwinginze, umva icyo nkubwira: ndakwishyura igiciro cy'uwo murima; cyemere nkiguhe, mpambe umuntu wanjye.»

14Efuroni asubiza Abrahamu, ati

15«Shobuja, akarima kaguze amasikeli magana ane ya feza kanteranye nawe? Genda uhambe umuntu wawe.»

16Abrahamu yumvikana na Efuroni, amupimira ifeza yavuze, bene Heti babireba, amasikeli magana ane ya feza, uko abacuruzi bayapimaga.

17Nuko umurima wa Efuroni wari i Makipela, ahareba i Mambure, wo n'ubuvumo burimo, n'ibiti byose byari biwuzitiye, biba ibya Abrahamu.

18Bemera ko biba ubukonde bwe, byemererwa imbere ya bene Heti n'imbere y'abahitaga ku irembo ry'umugi bose.

19Nyuma y'ibyo, Abrahamu ahamba Sara umugore we muri ubwo buvumo buri mu murima w'i Makipela, ahareba i Mambure; ni yo Heburoni mu gihugu cya Kanahani.

20Nuko bene Heti barekera Abrahamu uwo murima n'ubuvumo buwurimo, ngo bimubere imbago yo guhambamo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Intangiriro 24

### Ubukwe bwa Izaki na Rebeka

1Abrahamu yari umukambwe ageze mu zabukuru, kandi Uhoraho yari yaramuhaye umugisha muri byose.

2Abrahamu abwira umukuru mu bagaragu be wategekaga ibintu bye byose ati «Shyira ikiganza cyawe mu nsi y'ikibero cyanjye,

3urahire Uhoraho, Imana y'ijuru n'isi, ko utazashakira umwana wanjye umugore mu bakobwa b'Abakanahani dutuyemo.

4Ahubwo uzajye mu gihugu cyanjye, mu bavandimwe banjye, abe ari ho ushakira umugore umuhungu wanjye Izaki.»

5Umugaragu aramubaza ati «Ahari wenda umugore ntazakunda kunkurikira muri iki gihugu. Nzajyane se umuhungu wawe mu gihugu waturutsemo?»

6Abrahamu ati «Uzirinde gusubizayo umwana wanjye.

7Uhoraho Imana y'ijuru yankuye mu nzu ya data no mu gihugu cyanjye navukiyemo; yarambwiye kandi arandahira ati 'Iki gihugu nzakigabira abazagukomokaho'; kandi ni we uzohereza umumalayika we akujye imbere, kugira ngo ubonere umugore umwana wanjye iyo ngiyo.

8Niba kandi umugore adashatse kugukurikira, uzaba ubaye umwere ku ndahiro wangiriye. Ariko ntuzasubize umuhungu wanjye iyo ngiyo.»

9Nuko wa mugaragu ashyira ikiganza cye mu nsi y'ikibero cya shebuja Abrahamu, maze arabimurahira.

10Umugaragu yenda ingamiya cumi mu za shebuja, afata ibyiza mu bintu shebuja yari atunze, aragenda. Nuko arahaguruka yerekeza mu ntara ya Aramu yo hagati y'inzuzi ebyiri, mu mugi wa Nahori.

11Abyagiza ingamiya hirya y'umugi, hafi y'iriba; ubwo bwari bugorobye, nk'igihe abagore basohoka mu ngo bajya kuvoma.

12Nuko arasenga, ati «Uhoraho, Mana ya databuja, mpa guhura n'uwo nshaka, wereke databuja Abrahamu ubuntu bwawe.

13Dore mpagaze hafi y'iriba kandi abakobwa b'ino bagiye kuza kuvoma.

14Umukobwa nza kubwira nti 'Cisha bugufi ikibindi cya we ninywere amazi', na we akansubiza ati 'Cyo nywa, ndetse ndakuhirira n'ingamiya', azabe ari we wageneye umugaragu wawe Izaki, maze ibyo bizamenyeshe ko wagaragarije databuja Abrahamu ubuntu bwawe.»

15Akivuga ibyo, Rebeka aba asohotse mu mugi. Yari umukobwa wa Betuweli, mwene


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Milika muka Nahori murumuna wa Abrahamu. Nuko aza atwaye ikibindi ku rutugu.

16Uwo mukobwa akaba mwiza cyane, kandi yari akiri isugi, nta mugabo wari waramumenye. Amanuka mu iriba, yuzuza ikibindi arazamuka.

17Umugaragu yirukanka amusanga, aramubwira ati «Niba ubishaka, reka ninywere intama ku mazi yo mu kibindi cyawe.»

18Umukobwa arasubiza ati «Cyo nywa, shobuja.» Maze ako kanya acisha bugufi ikibindi, amuha amazi yo kunywa.

19Amaze kumuha icyo anywa, aravuga ati «Ngiye kuvomera n'ingamiya zawe, na zo nzuhire kugeza ubwo zishira inyota.»

20Aranguriza bwangu ikibindi mu kibumbiro, yongera kwirukankira ku iriba kugira ngo avome, maze avomera ingamiya zose.

21Nyamugabo yamurebaga yicecekeye, yibaza niba Uhoraho yamugejeje cyangwa se atamugejeje ku cyo yifuzaga.

22Igihe ingamiya zimaze kunywa, wa mugabo afata impeta ya zahabu y'uburemere bw'igice cy'isikeli, arayimwambika, naho ku maboko amwambika ibitare bya zahabu y'uburemere bw'amasikeli cumi.

23Nuko aramubaza ati «Uri umukobwa wa nde? Bimbwire ndabigusabye.» Arongera ati «Ese hari umwanya waboneka kwa so ngo tujye kurarayo?»

24Rebeka aramusubiza ati «Ndi umukobwa wa Betuweli, umuhungu Milika yabyariye Nahori.»

25Ati «Iwacu hari isaso n'ubwatsi bwinshi, hari n'umwanya w'icumbi.»

26Nuko umugabo arapfukama yubika umutwe ku butaka, aramya Uhoraho,

27avuga ati «Nihasingizwe Uhoraho, Imana ya databuja Abrahamu, We utamuhishe ineza n'ubuntu bwe: kuko Uhoraho yanyoboye inzira ijya ku bavandimwe ba databuja.»

28Umukobwa yiruka ajya kubwira nyina ibyo yari amaze kubona.

29Rebeka yari afite musaza we akitwa Labani. Labani uwo arasohoka, yiruka bwangu, asanga wa mugabo ku iriba.

30Yari yabonye impeta n'ibitare mushiki we yari yambaye, amaze no kumva mushiki we Rebeka avuga uko uwo mugenzi yamuvugishije, niko kumusanganira ku iriba aho yari ahagaze iruhande rw'ingamiya ze.

31Aramubwira ati «Ngwino, muhire w'Uhoraho. Kuki waheze hanze, kandi inzu nayitunganije, hari n'ikiraro cy'ingamiya?»

32Uwo mugabo aza mu rugo, ingamiya azikuraho imitwaro yazo. Baziha ubwatsi,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

baziha icyarire, naho we n'abari bamuherekeje babaha amazi yo koga ibirenge.

33Baramufungurira, ariko aranga ati «Simfungura ntaravuga icyo ngomba kuvuga.» Labani ati «Ngaho kivuge.»

34Ati «Ndi umugaragu wa Abrahamu.

35Uhoraho yasendereje imigisha kuri databuja. Yamugize umuntu ukomeye cyane. Yamuhaye amatungo magufi n'amaremare, amuha feza na zahabu, amuha abagaragu n'abaja, amuha ingamiya n'indogobe.

36Na Sara, umugore wa databuja, igihe yari ageze mu zabukuru yamubyariye umuhugu, none yamuraze ibyo atunze byose.

37Databuja yandahiye iyi ndahiro ati 'Umwana wanjye ntuzamushakire umugore mu gihugu cy'Abakanahani dutuyemo.'

38Ati 'Ahubwo uzajye mu muryango wanjye, mu nzu ya data, uzabe ari ho umumushakira.'

39Nabwiye databuja nti 'Wenda uwo mugore ntazemera kunkurikira.'

40Maze aransubiza ati 'Uhoraho mpora ngenda imbere azakoherereza umumalayika, azakugeza ku cyo ushaka: uzabonere umuhungu wanjye umugore wo mu muryango wanjye no mu nzu ya data.

41Numara kugera mu muryango wanjye, umuvumo wanjye ntuzaba ukikokamye. Nibanamukwima nabwo, uzaba ubaye umwere.'

42Uyu munsi nageze ku iriba ndavuga nti 'Uhoraho, Mana ya databuja Abrahamu, niba urugendo ndimo warugize ruhire,

43dore ndi ku iriba, ngusabye ibi: umukobwa uza gusohoka aje kuvoma, nkaza kumubwira nti: Niba ubishaka reka ninywere utuzi two mu kibindi cyawe,

44maze akansubiza ati: Cyo nywa ubwawe, kandi ndavomera n'ingamiya zawe, azabe ari we mugore Uhoraho yageneye mwene databuja.'

45Mbaye ntararangiza kwibwira ibyo, Rebeka aba arasohotse, atwaye ikibindi ku rutugu. Amanuka ajya ku iriba, maze aravoma. Ndamubwira nti 'Mpa icyo kunywa niba ubishaka.'

46Ako kanya acisha bugufi ikibindi arambwira ati 'Cyo nywa, kandi nduhira n'ingamiya zawe.' Nanyoye kandi yuhira n'ingamiya zanjye.

47Namubajije nti 'Uri umukobwa wa nde?' Ati 'Ndi umukobwa wa Betuweli, umuhungu Milika yabyariye Nahori.' Nuko mperako mwambika impeta ku zuru, mwambika n'ibitare ku maboko.

48Hanyuma ndapfukama ndamya Uhoraho, nubitse umutwe ku butaka, kandi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nsingiza Uhoraho Imana ya databuja Abrahamu yanyoboye mu nzira kugira ngo mbonere umuhungu we umugeni, umukobwa wa murumuna wa databuja.

49None rero nimushaka kugirira databuja ubuntu n'ineza, ntimunderege, mumbwire. Nimutabyemera na bwo, mubimenyeshe, maze njye iburyo cyangwa se ibumoso.»

50Labani na Betuweli barasubiza bati «Ibyo biturutse kuri Uhoraho, nta cyo twashobora kubikubwiraho, ari icyiza ari ikibi.

51Dore Rebeka ari imbere yawe, mujyane maze abe umugore w'umuhungu wa shobuja, nk'uko Uhoraho abivuze.»

52Umugaragu wa Abrahamu yumvise ayo magambo yubika umutwe ku butaka, imbere y'Uhoraho.

53Hanyuma azana feza, azana zahabu n'imyenda, abiha Rebeka; aha na musaza we, na nyina, ibintu by'igicirokinini.

54We n'abo bazanye bararya baranywa, bararara. Bukeye mu gitondo, bamaze kubyuka arababwira ati «Nimunsezerere, nsubire kwa databuja.»

55Musaza w'umukobwa na nyina baramusubiza bati «Umukobwa nagume hano hamwe natwe iminsi mike, mbese nk'iminsi icumi, hanyuma azabone kugenda.»

56Arabasubiza ati «Mwintinza kuko Uhoraho yampaye urugendo ruhire, nimundeke ngende nsubire kwa databuja.»

57Bati «Duhamagare umukobwa noneho, tumubaze icyo atekereza.»

58Nuko bahamagara Rebeka, baramubaza bati «Urashaka kujyana n'uyu mugabo?» Arabasubiza ati «Turajyana.»

59Nuko bareka umwana wabo Rebeka aragenda, hamwe n'umuja wamureze, n'umugaragu wa Abrahamu n'abantu be.

60Rebeka bamuha umugisha baramubwira bati «Mushiki wacu, urabe umubyeyi w'ibihumbi n'agahumbagiza; urubyaro rwawe ruzigarurire amarembo y'abanzi rubahashye.»

61Rebeka n'abaja be barahaguruka, burira ingamiya, bakurikira umugaragu wa Abrahamu. Nuko uwo mugabo afata Rebeka baragenda.

62Ku kagoroba, Izaki aza aturutse ku iriba rya Lahayi-Royi. Icyo gihe yari atuye mu ntara ya Negevu.

63Nuko kuri uwo munsi mu kabwibwi, ajya gutembera mu gasozi; ngo yubure amaso, abona ingamiya ziraje.

64Rebeka na we yubuye amaso, arabukwa Izaki, yururuka ku ngamiya.

65Abaza umugaragu wa Abrahamu, ati «Uriya mugabo uri ku musozi uje atugana ni


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nde?» Umugaragu ati «Ni databuja.» Ako kanya Rebeka yenda igitambaro cyo mu mutwe aritwikira.

66Umugaragu atekerereza Izaki ibyo yari yarakoze byose.

67Izaki yinjiza Rebeka mu ihema rye. Izaki arongora Rebeka, amubera umugore. Aramukundwakaza, na we amuhoza urupfu rwa nyina Sara.

## Intangiriro 25

### Urupfu rwa Abrahamu. Abandi bamukomotseho

1Abrahamu ashaka undi mugore witwaga Ketura.

2Amubyarira Zimurani, Yokishani, Medani, Madiyani, Yishibaki na Shuwa.

3Yokishani abyara Sheba na Dedani. Bene Dedani rero ni Abashuru, Abaletushi, Abalewumi.

4Bene Madiyani ni Eyifa, Eferi, Hanoki, Abida na Elida. Abo bose babyawe na Ketura.

5Abrahamu araga Izaki ibyo yari atunze byose.

6Ariko abana b'inshoreke na bo abagabira akiriho, hanyuma abohereza mu gihugu cy'iburasirazuba, kure ya Izaki.

7Dore rero umubare w'imyaka Abrahamu yarambye ku isi: ni ijana na mirongo irindwi n'itanu.

8Hanyuma Abrahamu arapfa. Yari ageze mu zabukuru asaza neza, asanga abakurambere be.

9Abahungu be, Izaki na Ismaheli bamushyingura muri bwa buvumo bw'i Makipela, buri mu murima wa Efuroni, mwene Sohari w'Umuheti, uwo murima ukaba ahareba i Mambure.

10Ni wo murima Abrahamu yari yaraguze na bene Heti. Ni ho bahambye Abrahamu n'umugore we Sara.

11Abrahamu amaze gupfa, Imana iha umugisha Izaki umuhungu we. Izaki yari atuye hafi y'iriba rya Lahayi- Royi.

12Dore urubyaro rwa Ismaheli mwene Abrahamu, uwo Umunyamisirikazi Hagara, umuja wa Sara, yabyaranye na Abrahamu.

13Dore amazina ya bene Ismaheli, ukurikije ibisekuru byabo: Imfura ya Ismaheli ni Nebayoti, hagataho Kedari, Adibyeli, Mibusamu,

14Mishuma, Duma, Masa,

15Hadadi, Tema, Yeturi, Nafishi na Kedima.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16 Abo ni bo bene Ismaheli, ngayo amazina yabo, akurikije insisiro n'ingando zabo. Bari bafite abatware cumi na babiri nk'uko imiryango yabo yanganaga.

17 Imyaka Ismaheli yaramye ni ijana na mirongo itatu n'irindwi, hanyuma arapfa, asanga abakurambere be.

18 Abayismaheli batura kuva i Havila, kugeza i Shuru, ahateganye na Misiri na Ashuru. Bityo babona aho batura hatari muri bene Abrahamu bandi.

## IZAKI NA YAKOBO

### Ezawu na Yakobo

19 Dore ibisekuru bya Izaki, mwene Abrahamu. Abrahamu yabyaye Izaki.

20 Izaki yari amaze imyaka mirongo ine avutse, igihe ashatse Rebeka umukobwa wa Betuweli, Umwaramu wari utuye mu kibaya cya Aramu; akaba na mushiki wa Labani, Umwaramu.

21 Izaki yambaza Uhoraho kuko umugore we yari ingumba. Uhoraho aramwumva, Rebeka asama inda.

22 Abana bataravuka babyiganiraga mu nda ye; aravuga ati «Kuki ari jyewe ibi bibayeho?» Nuko ajya guhanuza Uhoraho.

23 Uhoraho aramusubiza ati «Inda yawe irimo amahanga abiri; mu bura bwawe hazasohoka amoko abiri. Ubwoko bumwe buzarusha ubundi amaboko; umukuru akazaba umugaragu w'umuto.»

24 Igihe cye cyo kubyara kigeze, asanga koko ko yari atwite babiri.

25 Gakuru avuka ari ikigina, afite ubwoya umubiri wose nk'uruhu rw'igikoko, ni ko kumwita Ezawu (ari byo kuvuga Cyoya).

26 Hakurikiraho Gatoya, aza afashe agatsinsino ka Ezawu. Bamwita Yakobo. Bavutse, ise Izaki afite imyaka mirongo itandatu.

27 Abahungu barakura. Ezawu aba umuhigi wabuhiriye, akiruka imisozi. Yakobo yari umuntu utuje, akigumira mu mahema.

28 Izaki yakundaga Ezawu, kuko umuhigo we wamuryoheraga; Rebeka we akikundira Yakobo.

29 Umunsi umwe Ezawu ahiguka ananiwe cyane, nuko asanga Yakobo atetse ikinyiga.

30 Ezawu abwira Yakobo, ati «Mpa ndye kuri icyo kinyiga cy'ikigina, kuko ndembye.» Ni cyo cyatumye bamwita Edomu (ari byo kuvuga ikigina).

31 Yakobo ati «Keretse tukiguze ubutware bwawe uhabwa no kuba imfura ya data!»

32 Ezawu ati «Ubundi se ko ngiye gupfa, ubutware bumariye iki?»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

33Yakobo aramubwira ati «Ngaho birahire nonaha!» Ezawu ahera ko arabimurahira, agura na Yakobo ubutware bwe.

34Nuko Yakobo aha Ezawu umugati amuha n'ikinyiga cy'inkori. Ezawu ararya aranywa, arahaguruka aragenda. Nguko uko Ezawu yasuzuguye ubutware bwe, yakeshaga kuba ari we mfura ya se.

## Intangiriro 26

### Izaki na Abimeleki

1Mu gihugu hatera indi nzara, itari ya yindi yateraga Abrahamu akiriho. Izaki ahungira i Gerari kwa Abimeleki, umwami w'Abafilisiti.

2Uhoraho aramubonekera, aramubwira ati «Ntumanuke ngo ujye mu Misiri, ahubwo uzature mu gihugu nzakubwira.

3Uzagume muri icyo gihugu, nzaba ndi kumwe nawe kandi nguhe umugisha. Kuko wowe n'urubyaro rwawe nzabaha ibi bihugu byose, kandi nkazakomeza indahiro narahiriye so Abrahamu.

4Nzagwiza urubyaro rwawe, rungane n'inyenyeri zo mu kirere, kandi nzabaha ibi bihugu byose. Imiryango yose y'isi izabaherwamo umugisha.

5Nzabigirira Abrahamu, kuko yanyumviye, akita ku mabwiriza n'amategeko yanjye, ku matangazo n'amateka yanjye.»

6Izaki ni ko gutura i Gerari.

7Abantu b'aho baza kumubaza ibyerekeye umugore we. Arabasubiza ati «Ni mushiki wanjye», atinya kuvuga ko ari umugore we. Kuko yari afite ubwoba bwo kwicwa n'abantu b'aho, bamuhora Rebeka wari mwiza cyane mu maso.

8Amazeyo igihe kirekire, Abimeleki, umwami w'Abafilisiti, arungurukira mu idirishya, abona Izaki akina n'umugore we, baseka.

9Abimeleki ahamagaza Izaki, aramubwira ati «Biragaragara ko ari umugore wawe. Ni kuki rero wavuze uti 'Ni mushiki wanjye'?» Izaki ati «Ni uko nibwiraga nti be kunyica bamumpora.»

10Abimeleki ati «Ibyo watugize ni ibiki? Habuze gato ngo hagire umwe muri twe uryamana n'umugore wawe. Ubwo rero uba waraduteye gucumura.»

11Abimeleki aca iteka mu bantu bose ati «Uzakora kuri uriya mugabo cyangwa se ku mugore we, azapfa nta kabuza.»

12Izaki abiba imbuto muri icyo gihugu, uwo mwaka yeza ibingana n'incuro ijana z'ibyo yabibye. Uhoraho amuha umugisha.

13Uwo mugabo aba igikomerezwa, agenda arushaho gukira, bigeza ku bukungu


© 2012, Bible Society of Rwanda.

bw'akarenga.

14Yari afite imikumbi n'amashyo, n'abagaragu benshi.

**Izaki na Abimeleki bagirana isezerano**

Abafilisiti bagirira Izaki ishyari;

15nuko baza gusiba amariba yose abagaragu ba se bari barafukuye Abrahamu akiriho, bayuzuzamo ibitaka.

16Abimeleki abwira Izaki ati «Genda tuvire aha, kuko usigaye uturusha amaboko cyane.»

17Izaki arahava, ashinga amahema ye mu kibaya cy'i Gerari, aturayo.

18Asibuza amariba bari barafukuye se Abrahamu akiriho, kuko Abafilisiti bari barayasibye Abrahamu amaze gupfa. Ayita amazina se yayise.

19Abagaragu ba Izaki bafukura muri icyo kibaya, bahasanga iriba ry'amazi adudubiza.

20Abashumba b'i Gerari batonganira ayo mazi n'abashumba ba Izaki, bavuga bati «Ni ayacu.» Iryo riba Izaki aryita Eseki (ari byo kuvuga ngo 'Impaka'.)

21Bongera gufukura irindi riba, na ryo bararitonganira. Aryita Sitina (ari byo kuvuga ngo 'Inzangano'.)

22Avayo, afukuza irindi riba; ryo ntibaritonganira. Aryita Rehovoti (bigasobanura 'ahagutse'), kuko yavugaga ati «Noneho Uhoraho adushyize ahagutse, kandi twasaruye imbuto zo muri iki gihugu.»

23Avayo, arazamuka ajya i Berisheba.

24Uhoraho amubonekera iryo joro, aramubwira ati «Ndi Imana ya so Abrahamu; witinya kuko ndi kumwe nawe. Nzaguha umugisha, ngwize urubyaro rwawe, ngiriye umugaragu wanjye Abrahamu.»

25Izaki yubakayo urutambiro, ahambariza izina ry'Uhoraho, ahashinga ihema rye, abagaragu be na bo bahafukura iriba.

26Abimeleki aza kumusanga, aturuka i Gerari, azanye na Ahuzati umujyanama we, na Pikoli umutware w'ingabo ze.

27Izaki arababaza ati «Ni iki kibazanye hano kandi munyanga, mukaba mwaranyirukanye?»

28Baramusubiza bati «Twabonye neza ko Uhoraho muri kumwe, turibwira tuti 'Reka tugirane amasezerano, ashingiye ku ndahiro!'

29Ngaho rahira ko utazatugirira nabi nk'uko natwe tutayikugiriye; ahubwo twagufashe neza, tugusezerera amahoro. None Uhoraho akaba yaraguhaye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

umugisha.»

30Nuko Izaki abakorera umunsi mukuru; bararya, baranywa.

31Mu gitondo cya kare barabyuka, bagirana amasezerano; hanyuma Izaki
arabasezerera, bava iwe amahoro.

32Uwo munsi nyine, abagaragu ba Izaki baza kumumenyesha iby'iriba bari bafukuye,
bati «Twabonye amazi.»

33Iriba ni ko kuryita Sheba, n'umugi ririmo Berisheba (ari byo kuvuga 'iriba
ry'indahiro'), wararyitiriwe kugeza na n'ubu.

### Ezawu arongora

34Ezawu amaze imyaka mirongo ine, arongora Yudita umukobwa wa Beri
w'Umuheti, arongora na Basemata mwene Eloni w'Umuheti na we.

35Abo bagore babuza amahoro Izaki na Rebeka.

## Intangiriro 27

### Yakobo yihesha umugisha wari ugenewe Ezawu

1Izaki ageze mu zabukuru, amaso ye arahuma ntiyaba akibona. Nuko ni ko
guhamagara Ezawu, umuhungu we w'imfura, aramubwira ati «Mwana wanjye!» Undi
ati «Ndi hano.»

2Izaki ati «Dore ndashaje, sinzi umunsi nzapfiraho.

3None fata intwaro zawe, umutana n'umuheto wawe, ujye mu ishyamba, unyicireyo
inyamaswa y'umuhigo.

4Hanyuma uyintegurire uko mbikunda, unzanire ndye, maze nguhe umugisha
ntarapfa.»

5Rebeka yari ateze amatwi Izaki aganira na Ezawu umuhungu we. Nuko Ezawu ajya
mu ishyamba kwicayo inyamaswa y'umuhigo ngo awuzanire se.

6Rebeka abwira umuhungu we Yakobo, ati «Numvise so aganira na Ezawu
umuvandimwe wawe amubwira ati

7'Nzanira inyama y'umuhigo, untegurire ndye, mbone kuguha umugisha imbere
y'Uhoraho ntarapfa.'

8None rero, mwana wanjye, tega amatwi, maze ugenze uko ngutegeka:

9genda ujye mu matungo, unzanire abana b'ihene babiri, kugira ngo ntegurire so ibyo
kurya uko abikunda.

10Uraza kubishyira so, afungure, maze aguhe umugisha atarapfa.»


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11 Yakobo asubiza nyina Rebeka, ati «Ezawu mwene data afite ibyoya ku mubiri wose, naho jye nta byo mfite.

12 None data yankorakora agasanga mubeshya, naba nikururiye umuvumo aho guhabwa umugisha.»

13 Nyina aramubwira ati «Nakuvuma, bimpame ari jye, mwana wanjye. Nyumva gusa, maze ugende unzanire icyo nkubwiye.»

14 Nuko Yakobo aragenda, azanira nyina ibyo yari yamutumye. Nyina abiteguramo ibyo kurya uko Izaki yabikundaga.

15 Hanyuma Rebeka yenda umwambaro mwiza cyane w'umuhungu we mukuru Ezawu yari abitse mu nzu, awambika umuhungu we muto Yakobo.

16 Naho impu za ba bana b'ihene, azimwambika ku maboko no mu ijosi, ahatari ubwoya.

17 Nuko ahereza Yakobo umuhungu we ibiryo n'umugati yari yateguye.

18 Yakobo yinjira kwa se, aramubwira ati «Dawe!» Undi ati «Ye! Uri nde se, mwana wanjye?»

19 Yakobo asubiza se, ati «Ndi Ezawu, umwana wawe w'imfura. Nakoze uko wambwiye. Eguka, wicare, urye inyama y'umuhigo wanjye, maze umpe umugisha wawe.»

20 Izaki aramubwira ati «Mbega ngo uraronka vuba, mwana wanjye!» Undi ati «Ni uko Uhoraho Imana yawe yampaye kuronka.»

21 Izaki abwira Yakobo, ati «Igira hino ngukoreho, mwana wanjye, numve niba uri Ezawu umwana wanjye, cyangwa se niba utari we.»

22 Yakobo yegera se Izaki, nuko se aramukorakora, aravuga ati «Ijwi ni irya Yakobo, ariko amaboko ni aya Ezawu.»

23 Ntiyamumenya, kuko amaboko ye yari yuzuye ibyoya nk'amaboko ya mwene nyina Ezawu. Nuko Izaki amuha umugisha.

24 Aramubaza ati «Ese koko ni wowe umwana wanjye Ezawu?» Undi ati «Ni jye.»

25 Ati «Ngaho, mwana wanjye, mpereza ndye ku muhigo wawe maze nguhe umugisha wanjye.» Aramuhereza, ararya, hanyuma amuzanira na divayi, aranywa.

26 Nuko umubyeyi we Izaki aramubwira ati «Igira hino umpobere, mwana wanjye.»

27 Yakobo aramwegera, aramuhobera. Izaki yumva impumuro y'imyambaro ye, amuha umugisha agira ati «Impumuro y'umuhungu wanjye ni nk'impumuro y'umurima Uhoraho yahaye umugisha.

28 Imana niguhe urume rumanuka ku ijuru, iguhe n'uburumbuke bw'ubutaka, ingano

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

na divayi bigwire bisendere!

29Imiryango izakugaragire n'amahanga azagupfukamire! Ube umutware wa bene so, na bene nyoko bagupfukamire! Hazavumwe uzakuvuma, hagire umugisha uzakuvuga neza!»

30Izaki akirangiza guha Yakobo umugisha, na Yakobo agisohoka kwa se, Ezawu mukuru we aba aratungutse, avuye guhiga.

31Na we ategura ibyo kurya, abizanira se. Abwira se ati «Umubyeyi niyeguke, arye ku muhigo w'umwana we, maze ampe umugisha.»

32Se Izaki aramubaza ati «Uri nde?» Arasubiza ati «Ni jye, imfura yawe Ezawu.»

33Izaki ahinda umushyitsi aratengurwa, aravuga ati «Ni nde wahize, akanzanira inyama y'umuhigo? Nariye kuri byose, utaraza. Namuhaye umugisha, kandi ni we uzagira umugisha.»

34Ezawu ngo yumve ayo magambo ya se, acura imiborogo yuzuye intimba, hanyuma abwira se ati «Dawe, nanjye mpa umugisha.»

35Se ati «Murumuna wawe yakoresheje uburiganya, atwara umugisha wawe.»

36Undi ati «Ese bamwitiye Yakobo kugira ngo azanyimure kabiri kose? Yantwaye ubutware, none antwaye n'umugisha!» Yungamo ati «Nta mugisha wansigiye?»

37Izaki abwira Ezawu, ati «Namugize umutware wawe, bene se bose nabagize abagaragu be; namuhaye umugisha wo kweza ingano no kugira divayi nyinshi. Nkugirire nte se, mwana wanjye?»

38Ezawu abwira se, ati «Dawe, ugira umugisha umwe gusa? Nanjye mpa umugisha, dawe!» Nuko atera hejuru ararira.

39Izaki se aramubwira ati «Uzatura kure y'ubutaka burumbuka, na kure y'urume rumanuka mu ijuru.

40Uzatungwa n'inkota yawe. Murumuna wawe uzamugaragira, ariko uzigobotora, ujugunye umuzigo azaba yashyize ku ntugu zawe.»

### Yakobo ahungira kwa nyirarume Labani

41Guhera ubwo, Ezawu azira Yakobo, amuhora umugisha se yari yamuhaye. Mu mutima yigira inama, ati «Iminsi yo kwiraburira data iregereje; nyuma y'aho nzica Yakobo murumuna wanjye!»

42Baza kubwira Rebeka amagambo ya Ezawu, umwana we w'imfura. Nuko atumiza Yakobo, aramubwira ati «Dore Ezawu mukuru wawe agiye kwihorera, akwice.

43None tega amatwi, wumve icyo nkubwira. Haguruka, uhungire kwa musaza wanjye Labani utuye i Harani.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

44Uzabe uhamye iwe iminsi mike, kugeza igihe uburakari bwa mukuru wawe buzashirira.

45Maze uburakari bwe nibucurama, akibagirwa ibyo wamugiriye, nzakohereza intumwa ikugarura. Ni iki cyatuma mbapfusha mwembi umunsi umwe?»

46Rebeka abwira Izaki ati «Ndarambiwe, kubaho bimvuye ku nzoka, kubera bariya Bahetikazi Ezawu yarongoye! Yakobo na we aramutse arongoye undi nk'aba mu bakobwa b'iki gihugu, kubaho byaba bimariye iki?»

## Intangiriro 28

1Nuko Izaki ahamagaza Yakobo, amuha umugisha, amutegeka amubwira ati «Ntuzashake umugore mu bakobwa b'i Kanahani.

2Haguruka ugende ujye mu kibaya cya Aramu , kwa sokuru Betuweli; uzahishakire umugore mu bakobwa ba Labani, nyokorome.

3Imana Nyir'ububasha niguhe umugisha, iguhe kororoka no kugwira, uzabe ikoraniro ry'imiryango!

4Wowe n'urubyaro rwawe, izabahe umugisha yahaye Abrahamu, kugira ngo uzatunge igihugu wimukiyemo, igihugu Imana yahaye Abrahamu!»

5Nuko Izaki yohereza Yakobo, aragenda ajya mu kibaya cya Aramu kwa Labani, mwene Betuweli w'Umwaramu, akaba musaza wa Rebeka, nyina wa Yakobo na Ezawu.

6Ezawu azirikana uko Izaki yahaye umuhugu we Yakobo umugisha, akamutegeka kudashaka umugore mu bakobwa b'i Kanahani, akanamwohereza mu kibaya cya Aramu gushakayo umugore.

7Abonye kandi ko Yakobo yumviye se na nyina, akigira mu kibaya cya Aramu,

8noneho Ezawu amenya atyo ko se Izaki atishimiraga abakobwa b'i Kanahani.

9Ni bwo asanze Ismaheli ngo acyure Mahalata, umukobwa wa Ismaheli mwene Abrahamu. Mahalata uwo yari mwene se wa Nebayoti. Nuko Ezawu amuharika abagore bandi yari atunze.

### Yakobo arota

10Yakobo rero ava i Berisheba agana i Harani.

11Aza kugera ahantu araharara, kuko izuba ryari rimaze kurenga. Yenda ibuye ry'aho hantu, araryisegura, maze araryama.

12Aza kurota abona urwego rushinze ku isi rukagera ku ijuru, abamalayika b'Imana barumanuka, bakaruzamuka.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Nuko abona nguyu Uhoraho amuhagaze iruhande, amubwira ati «Ndi Uhoraho, Imana ya so Abrahamu, Imana ya Izaki. Ubutaka uryamyeho nzabuguha, mbuhe n'urubyaro rwawe.

14Abazagukomokaho bazangana n'umukungugu wo ku isi, bazisanzurira mu burasirazuba no mu burengerazuba, mu majyepfo no mu majyaruguru. Amoko yose y'isi azaherwa umugisha muri wowe no mu rubyaro rwawe.

15Dore, ndi kumwe nawe; nzakurinda aho uzajya hose, kandi nzakugarura muri iki gihugu. Sinzagutererana, kugeza ubwo nzaba nujuje ibyo nakubwiye byose.»

16Yakobo ava mu bitotsi, ariyamirira, ati «Mu by'ukuri Uhoraho ari aha hantu, ariko jye nkaba ntari mbizi!»

17Ubwoba buramutaha; ati «Mbega aha hantu ko hateye ubwoba! Aha hantu si ikindi kitari Inzu y'Imana, aha hantu ni ryo rembo ry'ijuru!»

18Nuko Yakobo arazinduka, yenda rya buye yari yiseguye, araryegura ararishinga, arisukaho amavuta ku isonga.

19Aho hantu ahita Beteli (ari byo kuvuga 'Inzu y'Imana'), ariko mbere uwo mugi witwaga Luzi.

20Nuko Yakobo arahiga ati «Imana niba turi kumwe ikandinda muri uru rugendo ndimo, nimpa ifunguro ikampa n'umwambaro,

21ninsubiza amahoro kwa data, Uhoraho ni we uzambera Imana koko.

22Iri buye nshinze rizaba inzu y'Imana, kandi mu byo uzampa byose nzajya nkuraho kimwe cya cumi nkiguture.»

## Intangiriro 29

### Yakobo ahura na Rasheli

1Yakobo arahaguruka, yerekeza mu gihugu cya Kedemu iburasirazuba.

2Aragenda aza kugera ku iriba riri mu rwuri. Hafi yaryo hari habyagiye imikumbi itatu y'intama, kuko kuri iryo riba ari ho buhiraga amatungo. Ibuye rinini ryatwikiraga iryo riba.

3Iyo amatungo yose yamaraga kuhateranira, basunikaga ibuye, bagapfundura iriba, bakayuhira, hanyuma bagasubiza ibuye mu mwanya waryo, ku rugara rw'iriba.

4Yakobo arababaza ati «Bavandimwe, muri aba hehe?» Bati «Turi abo kuri Harani.»

5Ati «Mbese Labani wa Nahori muramuzi?» Bati «Turamuzi.»

6Ati «Araho?» Baramusubiza bati «Araho, ndetse dore n'umukobwa we Rasheli araje azanye amatungo.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7 Yakobo arababwira ati «Haracyari ku manywa y'ihangu. Igihe cyo gukoranya amatungo ntikiragera, nimuyuhire, mugende muyaragire.»

8 Baramusubiza bati «Nta bwo tubishobora, amatungo yose ataraterana, ngo bakureho ibuye ritwikiriye iriba. Ubwo ni bwo tuza kuhira.»

9 Akivugana na bo, Rasheli aba arahageze ashoreye intama za se, kuko yari umushumba.

10 Yakobo abonye Rasheli, umukobwa wa Labani ari we nyirarume, abonye n'intama za Labani nyirarume, ako kanya ahirika rya buye ritwikiriye iriba, yuhira intama za Labani, nyirarume.

11 Hanyuma Yakobo ahobera Rasheli, araturika ararira.

12 Yakobo abwira Rasheli ko ari uwo mu muryango wa se, akaba umuhungu wa Rebeka. Rasheli yiruka ajya kubimenyesha se.

13 Labani yumvise yuko ari Yakobo, umuhungu wa mushiki we uje, ni ko kumusanganira n'ingoga. Nuko aramuhobera aramusoma, amwinjiza iwe. Yakobo atekerereza Labani ibyabaye byose.

14 Labani aramubwira ati «Ni ukuri, uri igufwa ryanjye n'umubiri wanjye.» Nuko Yakobo amara kwa Labani ukwezi kose.

### Yakobo ashaka abagore babiri

15 Labani abwira Yakobo ati «Ese uzankorera ku buntu ngo ni iki uri umuvandimwe wanjye? Mbwira rwose icyo nzajya nguhemba.»

16 Labani akaba yari afite abakobwa babiri: umukuru akitwa Leya, umuto akitwa Rasheli.

17 Leya yari afite mu maso habi, naho Rasheli akaba yari mwiza wese, akagira mu maso heza.

18 Yakobo yikundiraga Rasheli. Abwira Labani ati «Nzagukorera imyaka irindwi, maze uzampe Rasheli umukobwa wawe muto.»

19 Labani ati «Koko ikiruta ni uko namukwihera aho kumuha undi: igumire iwanjye.»

20 Nuko Yakobo akorera Labani imyaka irindwi yose, ashaka Rasheli. Ariko iyo myaka imubera nk'iminsi mike, kuko yamukundaga.

21 Nyuma Yakobo abwira Labani ati «Nshyingira, kuko iminsi nagombaga kurangiza yuzuye ndashaka kubana n'umugore wanjye.»

22 Labani atumiza abantu bose b'aho, arabakoranya, bagira umunsi mukuru ukomeye wo gusangira.

23 Bugorobye, afata umukobwa we Leya, amujyana kwa Yakobo, ngo amurongore.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

24Labani aha umukobwa we Leya umwe mu baja be witwaga Zilipa, ngo ajye amukorera.

25Ngo bucye, Yakobo atangazwa n'uko ari Leya bari bamuhaye ! Ni ko kubwira Labani ati «Wangenjeje ute? Sinagukoreye ngo umpe Rasheli? Wanshukiye iki ?»

26Labani aramusubiza ati «Mu muco wacu, ntibashyingira umukobwa muto mbere ya mukuru we.

27Banza urangize icyumweru cy'ubukwe hamwe na Leya, hanyuma n'undi tuzamuguhera indi myaka irindwi uzankorera.»

28Yakobo abigenza atyo. Arangiza icyumweru cy'ubukwe hamwe na Leya, nuko Labani amushyingira na Rasheli, umukobwa we.

29Labani aha umukobwa we Rasheli umwe mu baja be, witwaga Biliha, ngo ajye amukorera.

30Yakobo arongora Rasheli, ndetse yamukundaga kuruta Leya. Arongera akorera Labani indi myaka irindwi.

### Abana ba Yakobo

31Uhoraho abonye ko Leya yabaye intabwa, amuha kubyara, naho Rasheli akomeza kuba ingumba.

32Leya asama inda, abyara umwana w'umuhungu amwita Rubeni (bisobanura ngo 'Uhoraho yabonye agahinda kanjye'), ati «Ubu noneho umugabo wanjye agiye kunkunda.»

33Ashubijeho abyara undi muhungu. Ati «Uhoraho yumvise ko ntakunzwe, none ampaye n'uyu nguyu.» Amwita Simewoni (bisobanura ngo 'Uhoraho yaranyumvise.')

34Yongera gusama, abyara na none umuhungu. Aravuga ati «Noneho umugabo wanjye azanyegukira, kuko mubyariye abahungu batatu.» Ni yo mpamvu yamwise Levi (bisobanura ngo 'Azanyegukira'.)

35Arongera asama indi nda, abyara umwana w'umuhungu. Aravuga ati «Ubu ndasingiza Uhoraho!» Ni cyo cyatumye amwita Yuda (bisobanura ngo 'Nzasingiza'.) Nuko aracura.

## Intangiriro 30

1Rasheli abonye ko atabyariye Yakobo, agirira mukuru we ishyari; abwira Yakobo ati «Mpa kubyara, nibyanga mpfe!»

2Yakobo arakarira Rasheli, aramubwira ati «Mbese ndi mu cyimbo cy'Imana yazibye inda yawe?»

3Rasheli ati «Dore umuja wanjye Biliha; musange azambyarire ku bibero, nanjye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ngire urubyaro.»

4 Amuha Biliha, umuja we, ho umugore. Yakobo aramutunga.

5 Biliha asama inda, abyarira Yakobo umwana w'umuhungu.

6 Rasheli ariyamira ati «Imana yanciriye urubanza neza, kandi yumvise ijwi ryanjye; none impaye umwana!» Ni cyo cyatumye amwita Dani (bisobanura ngo 'Ni Yo Mucamanza wanjye'.)

7 Biliha, umuja wa Rasheli, nanone asama inda, abyara umwana w'umuhungu.

8 Rasheli ati «Narwanye intambara ikomeye na mwene data, none ndatsinze!» Nuko amwita Nefutali (bisobanura ngo «Nararwanye».)

9 Leya abonye ko atakibyara, umuja we Zilipa amwegurira Yakobo.

10 Zilipa, umuja wa Leya, abyarira Yakobo umwana w'umuhungu.

11 Leya ariyamira ati «Mbega umugisha!» Umwana amwita Gadi (bisobanura ngo 'Umugisha'.)

12 Zilipa, umuja wa Leya, nanone abyarira Yakobo umwana w'umuhungu.

13 Leya ati «Ngize amahirwe! Kandi abakobwa bose bazanyita umuhire.» Umwana amwita Asheri (bisobanura ngo 'Muhire'.)

14 Igihe cy'isarura ry'ingano Rubeni ajya mu mirima, abona imbuto zitwa 'iz'urukundo' , azizanira nyina Leya. Rasheli abwira Leya ati «Ndakwinginze, mpa izo mbuto z'urukundo umuhungu wawe yakuzaniye.»

15 Leya aramusubiza ati «Ese ntibyaguhagije kuba warantwaye umugabo, none urashaka no kuntwara n'imbuto z'urukundo nazaniwe n'umwana wanjye?» Rasheli aravuga ati «Noneho iri joro murarane! Bibe igihembo cy'imbuto z'urukundo umwana wawe yazanye.»

16 Nimugoroba Yakobo araza, avuye mu mirima. Leya aramusanganira ati «Iri joro uragomba kundaza; kuko ari ko nabyumvikanyeho na murumuna wanjye watwaye imbuto z'urukundo nazaniwe n'umwana wanjye.» Nuko Yakobo ararana na Leya iryo joro.

17 Imana yumva Leya, arasama, abyara umwana w'umuhungu wa gatanu.

18 Leya ariyamira ati «Imana yampaye ibihembo byanjye, kuko umugabo wanjye namuhaye umuja wanjye.» Umwana amwita Isakari (bisobanura ngo 'Igihembo'.)

19 Leya arongera asama inda, abyara undi mwana w'umuhungu wa gatandatu.

20 Ariyamira ati «Imana ingabiye neza! Noneho umugabo wanjye azanyubaha, kuko mubyariye abahungu batandatu.» Umwana amwita Zabuloni (bisobanura ngo 'Azanyubaha'.)

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

21Hanyuma Leya abyara umwana w'umukobwa, amwita Dina.

22Imana iza kwibuka Rasheli; Imana iramwumva, na we imuha kubyara.

23Asama inda, abyara umwana w'umuhungu. Ariyamirira ati «Imana inkijije
ikimwaro!»

24Umwana amwita Yozefu (bisobanura ngo 'Niyongere'), agira ati «Imana
irakanyongereraho undi mwana w'umuhungu!»

### Yakobo akungahara

25Nuko Rasheli amaze kubyara Yozefu, Yakobo abwira Labani ati «Nsezerera ntahe,
njye mu gihugu cyacu.

26Mpa abana banjye n'abagore banjye, kuko nababonye ngukoreye, maze nigendere.
Uzi neza imirimo yose narangirije iwawe.»

27Labani aramubwira ati «Ubonye nagize ubutoni mu maso yawe!... Nahishuriwe ko
Imana yampaye umugisha ku mpamvu yawe.»

28Yungamo ati «Mbwira igihembo wifuza nzakiguhe.»

29Yakobo ati «Uzi uko nagukoreye n'uko amatungo yawe yabaye meza nyaragira.

30Kuko ayo wari ufite yari make ntaraza, none akaba yarororotse cyane. Uhoraho
yaguhaye umugisha. Ubu se nzatangira ryari gukorera urugo rwanjye?»

31Labani ati «Nguhe iki?» Yakobo aramusubiza ati «Nta cyo! Ariko nungenzereza uko
ngiye kukubwira, nzongera nkuragirire amatungo.

32Uyu munsi ndanyura mu matungo yawe yose, nkuremo intama z'utugondo
n'iz'amatobo zose zishobora kubyara: ni zo zizaba igihembo cyanjye. No ku ihene
nzabigenza ntyo.

33Ejo nuza kureba igihembo cyanjye, izitazaba utugondo, cyangwa amatobo, uzazite
inyibano; nuzisangamo nzaba ndi igisambo.»

34Labani ati «Nemeye ko bizaba bityo.»

35Uwo munsi nyine, Labani arobanura mu bushyo bwe ihene n'intama z'ibihuga,
z'utugondo, n'iz'amatobo, yaba amapfizi cyangwa inyagazi zishobora kubyara. Nuko
zose azishinga abahungu be,

36abategeka kuzijyana kure ya Yakobo nk'urugendo rw'iminsi itatu. Yakobo we
yaragiraga amatungo yasigaye mu bushyo bwa Labani.

37Nuko Yakobo yenda udushami tubisi tw'ibiti by'amoko atatu, akuraho utugozi
tw'igishishwa, ku buryo haboneka imirongo yera.

38Hanyuma twa dushami adushyira imbere y'ibibumbiro, aho amatungo ashokera,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ngo intama zitubone. Zaza kunywa, zikarinda.

39Amapfizi n'inyagazi zakwimanyiriza imbere y'utwo dushami, bigatuma inyagazi zibyara utwana tw'ibihuga, tw'utugondo cyangwa tw'amatobo.

40Yakobo akazirobanura. Akerekeza intama ku dushami dufite imirongo yera; nuko zamara kubyara, akibonera atyo umukumbi we bwite, ntawuvange n'amatungo ya Labani.

41Uko amatungo y'amajigija yarindaga, ni ko Yakobo yashyiraga udushami aho ashokera, kugira ngo yimanyirize imbere y'utwo dushami.

42Ariko yaba mabi ntadushyireho, bigatuma amabi aba aya Labani, ameza akaba aya Yakobo.

43Uwo mugabo agwiza amatungo cyane, agwiza abaja, abagaragu, ingamiya n'indogobe.

## Intangiriro 31

### Yakobo ahunga Labani

1Yakobo aza kumenya ko abahungu ba Labani binubaga, bavuga ngo «Yakobo yatwaye ibya data byose, umutungo wa data ni wo wamukungahaje!»

2Yakobo areba Labani, asanga batakimeranye neza nka mbere.

3Uhoraho abwira Yakobo ati «Subira mu gihugu cya basokuru, mu gihugu cyanyu. Nzaba ndi kumwe nawe.»

4Yakobo ahamagaza Rasheli na Leya ku gasozi, aho yaragiraga.

5Arababwira ati «So ndamureba, ngasanga atakindeba nka mbere, ariko Imana ya data yamye iri kumwe nanjye.

6Naho mwebwe muzi neza ukuntu nakoreye so n'imbaraga zanjye zose.

7Ariko so yagiye ampenda ubwenge, ahindura ibihembo byanjye byose incuro cumi. Nyamara Imana ntiyamukundiye kugira icyo antwara.

8Yarambwiraga ati 'Iz'ubugondo zose ni zo zawe', umukumbi wose ukabyara ubugondo. Yambwira ati 'Iz'ibihuga ni zo zawe', umukumbi wose ukabyara ibihuga.

9Uko ni ko Imana yatse so amatungo ikayanyihera.

10Igihe umukumbi wose warindaga, nubuye amaso ndota, mbona amapfizi y'ibihuga, n'ay'ubugondo, n'ay'amatobo yimije inyagazi.

11Malayika w'Imana ampamagarira mu nzozi ati 'Yakobo'. Nditaba.

12Arambwira ati 'Ubura amaso, urebe aya mapfizi yose y'ibihuga, n'ay'ubugondo, n'ay'amatobo, yimije inyagazi, kuko nabonye ibyo Labani akugirira.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Ndi Imana wasigiye amavuta ibuye i Beteli umaze kurishinga bukingi. Ni na ho wambwiriye umuhigo wawe. Ubu rero haguruka, uve muri iki gihugu, usubire mu gihugu cy'abawe.'»

14Rasheli na Leya baramusubiza bati «Mu rugo rwa data se, hari umugabane cyangwa ibyo twaragwa tugifiteyo?

15Ntiyatugize se nk'aho tutari abe, we watuguze akanarya ikiguzi cyacu?

16Ubutunzi bwose Imana yatse data ubwo bubaye ubwacu, n'ubw'abana bacu. Noneho kora uko Imana yakubwiye.»

17Nuko Yakobo arahaguruka, yuriza abahungu be n'abagore be ingamiya.

18Ajyana n'amatungo ye n'ibyo yari yararonkeye mu kibaya cya Aramu byose ngo atahuke kwa se Izaki, mu gihugu cya Kanahani.

19Igihe Labani yari yagiye kogosha intama ze, Rasheli yiba ibishushanyo by'ibigirwamana bya se.

20Yakobo ahenda ubwenge Labani w'Umwaramu, ahunga atabimubwiye.

21Nuko ahungana ibyo yari atunze byose; arahaguruka yambuka Uruzi, agenda yerekeje mu misozi ya Gilihadi.

22Ku munsi wa gatatu, babwira Labani ko Yakobo yahunze.

23Ajyana na bene wabo, amukurikirana iminsi irindwi, amushyikira ageze mu misozi ya Gilihadi.

### Labani ashyikira Yakobo

24Nijoro Imana ibwirira Labani w'Umwaramu mu nzozi iti «Uramenye, ntugire icyo ubwira Yakobo, cyaba cyiza, cyaba kibi!»

25Labani ashyikira Yakobo. Yakobo yari yashinze ihema rye mu misozi ya Gilihadi; nuko Labani n'abavandimwe be na bo babigenza batyo.

26Labani abwira Yakobo ati «Wangenjeje ute? Wampenze ubwenge, ujyana abakobwa banjye nk'abanyagano?

27Watewe n'iki guhunga rwihishwa, ukambeshya, ntumbwire ngo ngusezerere mu byishimo, n'indirimbo, n'ingoma, n'inanga?

28Ntiwaretse mpobera abahungu n'abakobwa banjye. Rwose wagenjeje nk'umupfu!

29Nashoboraga kubagirira nabi, ariko Imana y'abasokuru bawe yaraye imbwiriye mu nzozi iti 'Uramenye, ntugire icyo ubwira Yakobo, cyaba cyiza, cyaba kibi.'

30None se ubwo wacitse ukumbuye iwanyu, ni iki cyatumye ucikana imana zanjye?»

31Yakobo asubiza Labani, ati «Ni uko nari mfite ubwoba bw'uko wanyambura

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

abakobwa bawe.

32Icyakora uwo uza gusangana imana zawe, ntakabeho! Imbere ya bene data, saka icyawe cyaba kiri mu byanjye, ugisubirane.» Yakobo ntiyari azi ko ari Rasheli wibye imana za se.

33Nuko Labani yinjira mu ihema rya Yakobo, nyuma mu rya Leya, no mu mahema y'abaja b'abo bagore bombi. Ntiyagira icyo ahasanga. Ava mu ihema rya Leya ajya mu ihema rya Rasheli.

34Rasheli yari yenze ibyo bishushanyo by'ibigirwamana, abihisha mu nsi y'intebe bashyira ku ngamiya, nuko ayicaraho. Labani ashakira mu ihema hose, ntiyabibona.

35Rasheli abwira se ati «Databuja ntarakare, kuko ndashobora guhaguruka, ndi mu mugongo.» Labani arashakashaka, ibishushanyo bye ntiyabibona.

36Yakobo ararakara, atonganya Labani; aravuga ati «Igicumuro cyanjye ni ikihe? Icyaha nakoze ni ikihe, kugira ngo unkurikirane utyo?

37Aho washakashakiye mu bintu byanjye, icyo wahasanze cy'iwawe ni iki? Cyerekane imbere y'abavandimwe bawe n'abanjye, maze baducire urubanza!

38Dore imyaka ibaye makumyabiri turi kumwe, intama zawe n'ihene zawe ntayigeze iramburura! Kandi nta sekurume n'imwe nariye mu mukumbi wawe.

39Sinigeze nkugarurira itungo ryabaga ryakomeretse, nararikurihaga! Kandi iryibwe, ari ku manywa, ari nijoro, wararinyishyuzaga!

40Izuba ryandengeyeho, imvura inshikiraho, amaso yanjye ntaheruka udutotsi!

41Imyaka ibaye makumyabiri ndi iwawe; nagukoreye imyaka cumi n'ine nshaka abakobwa bawe, n'imyaka itandatu mpakiwe amatungo. Wahinduye igihembo cyanjye incuro cumi!

42Imana ya data, Imana ya Abrahamu, ikaba n'Umubyeyi wa Izaki, iyo tutaba kumwe, uba waransezereye amara masa! Ariko Imana yarebye amagorwa yanjye n'imiruho y'amaboko yanjye; nuko muri iri joro irandenganura!»

### Labani na Yakobo bagirana Isezerano

43Labani asubiza Yakobo ati «Aba bakobwa ni abanjye, aba bana ni abanjye, aya matungo ni ayanjye: ibyo ureba byose ni ibyanjye! Ariko se ubu ngubu nakorera iki abakobwa banjye, n'abana babyaye?

44Ngwino rero tugirane amasezerano, jyewe nawe, maze habe gihamya y'ubumwe buduhuza.»

45Yakobo yenda ibuye, arishinga bukingi.

46Abwira bene wabo ati «Nimuzane andi mabuye»; barayazana, bayakoramo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ikirundo. Nuko barira hejuru y'icyo kirundo.

47Labani acyita Yegari Sahaduta, naho Yakobo acyita Galeyedi.

48Labani aravuga ati «Iki kirundo kitubere gihamya uyu munsi.» Ni cyo cyatumye bacyita Galeyedi (bisobanura ngo 'Ikirundo cya gihamya').

49Kandi cyitwa na Misipa (bisobanura ngo 'Aho bagenzura'), kuko Labani yavuze ati «Uhoraho azatugenzure, igihe tuzaba tutakibonana.

50Nugirira nabi abakobwa banjye, cyangwa se nubaharika, n'iyo ndetse hatagira undi muntu ubimenya, uzibuke ko Imana ari yo muhamya wa twembi.»

— 51Labani arongera abwira Yakobo,ati «Reba iki kirundo cy'amabuye nshyize hagati yacu,urebe n'iyi nkingi nshinze.

— 52Iki kirundo kibe gihamya,n'iyi nkingi ibe gihamya.Jyewe ndahiye ko ntazarenga iki kirundo n'iyi nkingi ngo ngutere,nawe rahira ko utazakirenga ngo untere,maze tukagirirana nabi.

— 53Imana ya Abrahamu,ikaba n'Imana ya Nahori,iratubere umucamanza!» —
Kwari ukurahiza Imana y'abasekuruza babo Naho Yakobo arahiza Imana, Umubyeyi wa se Izaki.

— 54Nuko Yakobo aturira igitambo kuri uwo musozi, atumira bene wabo, barasangira, barara kuri uwo musozi.

## Intangiriro 32

1Labani azinduka kare cyane, ahobera abuzukuru be n'abakobwa be, abaha umugisha; nyuma asubira iwe.

### Yakobo yitegura guhura na Ezawu

2Yakobo akomeza urugendo. Agira atya ahura n'intumwa z'Imana.

3Yakobo azibonye aravuga ati «Aha ni inkambi y'Imana». Aho hantu ahita Mahanayimu (bisobanura ngo «Inkambi ebyiri ».)

4Yakobo yohereza intumwa kuri Ezawu mukuru we, aho yari ari i Seyiri mu mirambi ya Edomu.

5Arabategeka ati «Muzabwire databuja Ezawu muti 'Umugaragu wawe Yakobo aradutumye ngo: Nabaye kwa Labani, ndahatinda kugeza ubu.

6Mfite ibimasa, indogobe, n'andi matungo. Mfite abagaragu n'abaja. None nsanze ari ngombwa kohereza intumwa ngo mbimenyeshe databuja Ezawu kugira ngo mugushe neza».

7Intumwa zigaruka kuri Yakobo zivuga ziti «Twageze kuri mwene so Ezawu, ariko agusanganije igitero cy'abantu magana ane.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8 Yakobo ashya ubwoba, umutima urakuka; hanyuma agabanya abantu, amashyo
yose, n'ingamiya mo inkambi ebyiri.

9 Aribwira ati «Ezawu natera inkambi ya mbere akabatsinda, abo mu nkambi ya
kabiri bazashobora guhunga.»

10 Yakobo ariyamirira, ati «Mana ya data Abrahamu, Mana ya data Izaki, Uhoraho,
wowe wambwiye uti 'Subira mu gihugu cyawe, mu gihugu cya ba sokuruza,
nzakugirira neza',

11 sinkwiriye ubuntu n'ineza wagiriye umugaragu wawe w'intamenyekana! Dore
nambutse Yorudani iyi ngiyi, nitwaje inkoni gusa; none mpindukiye ngabye inkambi
ebyiri.

12 Ndakwinginze, unkize mwene data Ezawu; ndamutinya, ndatinya ko aza akatwica,
ari jye, ari abagore n'abana.

13 Kandi warambwiye uti 'Nzakugirira neza, ngwize urubyaro rwawe nk'umusenyi
wo ku nkombe y'inyanja utabarika'!»

14 Yakobo arara aho ngaho iryo joro. Yakobo yenda mu byo yari atunze, akuramo ibyo
gutura mukuru we Ezawu:

15 ihene magana abiri, isekurume makumyabiri, intama magana abiri n'isekurume
zazo makumyabiri,

16 ingamiya zikamwa mirongo itatu n'izazo, inka mirongo ine, imfizi icumi, indogobe
z'ingore makumyabiri n'iz'ingabo icumi.

17 Buri shyo arishyira ukwaryo, maze yose ayashinga abagaragu be; arababwira ati
«Munjye imbere, musige intera hagati y'amashyo.»

18 Umugaragu wa mbere aramutegeka ati «Mukuru wanjye nimumara guhura,
akakubaza ati 'Uri uwa nde? Urajya hehe? Ayo matungo ushoreye ni aya nde?'

19 Uzamusubize uti 'Ni ay'umugaragu wawe Yakobo, ni ayo atuye databuja Ezawu,
kandi dore aje adukurikiye.'»

20 Uwa kabiri n'uwa gatatu, mbese abagaragu be bose bari bashoreye amatungo,
abategeka kuvuga kimwe. Arababwira ati «Ngayo amagambo muzabwira Ezawu
nimuhura,

21 muzavuge muti 'Dore umugaragu wawe Yakobo na we ari inyuma'.» Kuko
yibwiraga ati «Ndamwuruza amaturo andangaje imbere; hanyuma dushobore
guhuza amaso, wenda yanyakira neza.»

22 Nuko ya maturo barayajyana, naho we yongera kurara aho.

### Yakobo akirana n'Imana

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

23 Iryo joro Yakobo arahaguruka, ahagurukana n’abagore be uko ari babiri, n’abaja be uko ari babiri, ntiyasiga abana be cumi n’umwe; nuko yambuka umugezi wa Yaboki.

24 Arabambutsa bose, yambutsa n’ibyo yari atunze byose.

25 Yakobo asigara aho wenyine. Haza umugabo akirana na we, kugeza mu museke.

26 Abonye ko adashoboye gutsinda Yakobo, amukora ku mutsi wo ku nyonga y’itako, igihe bari hasi ku butaka, itako rirakuka, rikuka bagikirana.

27 Wa mugabo aramubwira ati «Ndekura ngende, dore umuseke urakebye.» Yakobo ati «Sinkurekura utampaye umugisha.»

28 Undi aramubaza ati «Witwa nde?» Ati «Nitwa Yakobo.»

29 Undi ati «Ntibazongere kukwita Yakobo, ahubwo Israheli , kuko wakiranye n’Imana n’abantu, kandi ugatsinda.»

30 Yakobo aramubwira ati «Ndakwinginze, mpishurira izina ryawe.» Undi ati «Izina ryanjye urarimbariza iki?» Nuko amuha umugisha, awumuhera aho ngaho.

31 Aho hantu Yakobo ahita Penuweli (bisobanura ngo ’Mu maso y’Imana’), agira ati «Kuko nahaboneye Imana mu maso, nkarenga nkabaho.»

32 Izuba ryarashe arenga Penuweli, agenda acumbagira itako.

33 Ni yo mpamvu kugeza na n’ubu Abayisraheli batarya umutsi uri mu itako. Kuko Imana yari yakoze Yakobo ku mutsi wo ku nyonga y’itako.

## Intangiriro 33

### Yakobo ahura na Ezawu

1 Yakobo ngo yubure amaso, abona Ezawu aje aherekejwe n’abantu magana ane. Abana abaha Leya na Rasheli n’abaja bombi.

2 Abaja n’abana babo bajya imbere, hakurikiraho Leya n’abana be, hanyuma hakurikiraho Rasheli na Yozefu.

3 Naho we abarangaza imbere, yunama karindwi ku butaka, arinda agera kuri Ezawu mukuru we.

4 Ezawu amusanganira n'ingoga, amugwa mu nda, aramuhobera, aranamusoma, nuko bombi baraturika bararira.

5 Ezawu yubura amaso abona abagore n’abana, hanyuma arabaza ati «Bariya mupfana iki?» Yakobo ati «Ni abana Imana yahaye umugaragu wawe.»

6 Nuko abaja n’abana babo baregera, barapfukama.

7 Leya na we araza hamwe n’abana be, barapfukama. Hanyuma haza Rasheli na


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Yozefu, na bo barapfukama.

8Ezawu aravuga ati «Iriya nkambi yose twahuye ni iy'iki?» Yakobo ati «Ni ukugira ngo databuja andebe neza.»

9Ezawu ati «Ibyo mfite birampagije, muvandimwe, ibyawe bigume bibe ibyawe!»

10Yakobo ati «Reka da! Niba undebye neza, urakira amaturo nguhaye, kuko nabonye amaso yawe nk'uko umuntu abona mu maso h'Imana, maze ukanyakira neza.

11Akira rero amaturo nakugejejeho, kuko Imana yankungahaje, nkaba nta cyo mbuze.» Aramuhata, undi aremera.

12Ezawu ati «Ngwino tugende, ndakugenda iruhande.»

13Yakobo ati «Databuja azi ko abana ari ngombwa kubitondesha, kandi ko ngomba kwita ku ntama, n'inka z'imbyeyi. Uwazihutisha n'umunsi n'umwe, amatungo yose yashira.

14Databuja rero nangende imbere, jye ndaza nitonze, nkurikije ingendo y'amatungo nshoreye n'intambwe y'abana turi kumwe, kugeza igihe tuzagerera iwawe i Seyiri.»

15Ezawu ati «Reka se, ahubwo ngusigire bamwe mu bantu banjye turi kumwe.» Yakobo ati «Ni ab'iki? Mfa kubona gusa ubugwaneza bwa databuja!»

16Uwo munsi nyine, Ezawu ni ko gufata inzira ye, yisubirira i Seyiri.

17Naho Yakobo agenda agana ahitwa Sukoti ; ahubaka inzu, ahubaka n'ibiraro by'amatungo ye. Ni cyo cyatumye aho hantu ahita Sukoti (bisobanura ngo «ibiraro».)

### Yakobo atura hafi y'i Sikemu

18Yakobo avuye mu kibaya cya Aramu, agaruka amahoro ku mugi wa Sikemu, uri mu gihugu cya Kanahani. Nuko aca ingando imbere y'umugi.

19Agura umurima aho ngaho i Sikemu, aho yari yashinze ingando; awugura ibiceri ijana bya feza na bene Hamori, se wa Sikemu nyine.

20Ahubaka urutambiro arwita 'El, Imana ya Israheli'.

## Intangiriro 34

### Simewoni na Levi bahorera mushiki wabo

1Dina, umukobwa wa Leya yari yarabyaranye na Yakobo, yigeze gusohoka, ajya kugenderera abakobwa bo muri icyo gihugu.

2Sikemu mwene Hamori w'Umuhivi, igikomangoma cy'icyo gihugu, aramubona, aramufata, amusambanya ku ngufu.

3Nyuma ariko aza kumukunda koko, umutima we ugwa kuri Dina umukobwa wa Yakobo, amugaragariza urukundo rwe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Nuko abwira se Hamori ati «Nsabira uyu mwana ambere umugore.»

5Yakobo aza kumva ko Sikemu yononnye umukobwa we Dina. Ariko kuko abahungu
be bari bahuye ubushyo ku gasozi, Yakobo araceceka kugeza igihe bacyuriye.

6Hagati aho, Hamori se wa Sikemu ajya kwa Yakobo baravugana.

7Bene Yakobo bamaze gucyura, bahita babyumva. Bararakara barabisha, kuko
Sikemu yari yakoze ishyano aryamana n'umukobwa wa Yakobo, kandi bene ibyo
bidakwiye gukorwa muri Israheli.

8Hamori arababwira ati «Umutima w'umuhungu wanjye Sikemu wigombye
umukobwa wanyu, mubishatse mwamumuhaho umugore.

9Mbese dushyingirane: mudushyingire abakobwa banyu, namwe murongore abacu.

10Tuzaturane: igihugu kibe icyanyu namwe, mugiture, mugikungahariremo,
mugitungiremo!»

11Sikemu abwira se w'umukobwa na basaza be, ati «Icyampa nkabanyura
mukandeba neza; icyo muzanca nzagitanga.

12Inkwano n'impano, igiciro n'ibijyana na cyo bindi bihanitse, mubince, nzabibaha
uko muzaba mwabivuze, ariko mumpe uwo mukobwa ho umugeni!»

13Bene Yakobo basubiza Sikemu na se Hamori, ariko bavugisha uburiganya , kuko
Sikemu yari yononnye mushiki wabo Dina.

14Barababwira bati «Ibyo ntidushobora kubigira, ntidushobora guha mushiki wacu
umuntu utagenywe, byaba kwitukisha.

15Ikizatuma twemera, ni uko mwaba nka twe, mukagenya abahungu banyu bose.

16Ubwo ni bwo tuzabona kubashyingira, namwe mukadushyingira, tugaturana,
tukaba umuryango umwe.

17Niba mutemeye ngo mwigenyeshe, umukobwa wacu turamubaka twigendere.»

18Ayo magambo ashimisha Hamori, n'umuhungu we Sikemu.

19Wa musore ntiyatindiganyije kubikora, kuko yari akunze umukobwa wa Yakobo.
Uwo musore kandi yari umwe mu barusha abandi icyubahiro mu rugo rwa se.

20Hamori na Sikemu umuhungu we baraza bahagarara ku irembo ry'umugi wabo;
babwira abaturage b'aho, bati

21«Bariya bantu ni abanyamahoro. Nimureke bature mu gihugu cyacu,
bagikungahariremo, na bo kibe icyabo. Abakobwa babo tuzabarongora, natwe
tubashyingire abacu.

22Ariko ikizatuma bemera ko duturana tukaba umuryango umwe, ni uko twagenya


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

buri mwana w'umuhungu wacu nk'uko na bo babigenza.

23Amatungo yabo n'ibyo batunze byose ubwo se ntibizaba ibyacu? Nitwemere dukore ibyo bifuza, maze duturane!»

24Abahitaga ku irembo ry'umugi bose basohoka bumva ayo magambo ya Hamori na Sikemu umuhungu we; nuko ab'igitsinagabo bose baragenywa uko bahitaga ku irembo ry'umugi.

25Ku munsi wa gatatu, abagenywe bakibirwaye, Simewoni na Levi bene Yakobo, basaza ba Dina, bakura inkota binjira muri Sikemu nta we ubakoma imbere, bica ab'igitsinagabo bose.

26Bicisha ubugi bw'inkota Hamori na Sikemu, bavana Dina mu rugo rwa Sikemu, baramutahana.

27Bene Yakobo binjira mu mugi baribata inkomere, barasahura, kuko mushiki wabo bari baramwononnye.

28Banyaga amatungo magufi n'amaremare, bataretse indogobe, banyaga icyari mu mugi n'icyari mu gasozi cyose.

29Umutungo waho barawutwara, bajyana utwana na ba nyina ho imbohe, n'amazu barayasahura.

30Yakobo abwira Simewoni na Levi, ati «Mwanteye ibyago bikomeye, mujya kunteranya na bene igihugu, Abakanahani n'Abaperezi! Jye mfite abantu bake cyane; nibishyira hamwe bakantera, bazanesha, bantsembane n'umuryango wanjye wose.»

31Na bo baramusubiza bati «None se mushiki wacu bamugire ihabara?»

## Intangiriro 35

### Yakobo aza gutura i Beteli

1Imana ibwira Yakobo, iti «Haguruka uzamuke ujye i Beteli, uhagume iminsi; maze Imana yakubonekeye igihe wahungaga mumuru wawe Ezawu, uyihubakire urutambiro.»

2Nuko Yakobo abwira urugo rwe n'abo babanaga bose ati «Muvaneho ibigirwamanaby'ibinyamahanga mufite, mwisukureihe wahungaga mukuru wawe, muhindure imyambaro.

3Maze duhaguruke tuzamuke i Beteli! Nzahubakira Imana urutambiro, yo yanyumvise mu minsi y'ibyago byanjye kandi ikaba kumwe nanjye mu rugendo nagenze.»

4Ibigirwamana by'ibinyamahanga bari bafite hamwe n'amaherena, byose babiha Yakobo, abihamba mu nsi ya cya giti cy'umushishi kiri hafi ya Sikemu.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Nuko baragenda. Imana itera ubwoba bukabije mu migi ikikije Sikemu, ntihagira n'umwe ukurikirana abahungu ba Yakobo.

6Yakobo agera i Luzi ho mu gihugu cya Kanahani, ari yo Beteli; ahagerana n'abantu bose bari kumwe.

7Ahubaka urutambiro, aho hantu ahita 'Imana y'i Beteli', kuko ari ho Imana yari yamubonekereye ahunga mukuru we.

8Debora wari warareze Rebeka arasaza, bamushyingura hepfo y'i Beteli, mu nsi y'igiti cy'umushishi; nuko icyo giti acyita 'Umushishi w'amarira'.

9Imana yongera kubonekera Yakobo aho aviriye mu kibaya cya Aramu, imuha umugisha.

10Imana iramubwira iti «Izina ryawe ryari Yakobo. Ariko ntibazongera kukwita Yakobo, izina ryawe rizaba Israheli!» Nuko imwita Israheli.

11Imana irongera iti «Ndi Imana Nyir'ububasha. Wororoke ugwire, uzabyara umuryango, ndetse n'imiryango myinshi izagukomokaho, n'abami bazaguturukaho.

12Igihugu nahaye Abrahamu na Izaki ndakiguhaye, nzakigabira n'urubyaro rwawe.»

13Imana irazamuka imusiga aho bari bavuganiye.

14Yakobo ahashinga ibuye bukingi, arishinga nyine aho bari bavuganiye. Iryo buye arisukaho divayi, anarisigaho amavuta y'imizeti.

15Nuko Yakobo yita Beteli aho hantu yari yavuganiye n'Imana.

### Ivuka rya Benyamini, n'urupfu rwa Rasheli

16Bava i Beteli, Rasheli abyara bashigaje urugendo ruto ngo bagere ku musozi wa Efurata. Abyara ariko bimuruhije.

17Muri ubwo bubabare, umubyaza aramubwira ati «Wigira ubwoba, ni umuhungu wongeye kubyara.»

18Yumvise agiye gushiramo umwuka, yenda gupfa, umwana amwita Benoni (bisobanura ngo 'Umwana w'ububabare bwanjye'.) Se w'umwana aranga, amwita Benyamini (bisobanura ngo 'Umwana w'amahirwe'.)

19Rasheli arapfa, bamuhamba hafi y'inzira ijya Efurata, ari yo Betelehemu.

20Yakobo ashinga ibuye bukingi ku mva ye: ni ryo buye rishinze ryo ku mva ya Rasheli; riracyariho na n'ubu.

21Israheli arahava, ihema rye arishinga hakurya ya Migidalederi.

22Igihe Israheli yari atuye muri iyo ntara, Rubeni aza kuryamana na Biliha, inshoreke ya se, Israheli arabimenya. Bene Yakobo bari cumi na babiri:

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

23Leya yabyaye Rubeni, imfura ya Yakobo. Hanyuma abyara Simewoni, Levi, Yuda, Isakari na Zabuloni.

24Rasheli yabyaye Yozefu na Benyamini.

25Biliha umuja wa Rasheli yabyaye Dani na Nefutali.

26Zilipa umuja wa Leya yabyaye Gadi na Asheri. Ngabo abahungu Yakobo yabyariye mu kibaya cya Aramu.

27Yakobo agaruka kwa se Izaki i Mambure, hafi ya Kiriyati-Haruba, ari yo Heburoni, aho Abrahamu na Izaki bari batuye mbere.

28Izaki yamaze imyaka ijana na mirongo inani.

29Hanyuma abona gupfa, asanga abakurambere. Yari ashaje cyane, ageze mu zabukuru. Abahungu be Ezawu na Yakobo baramutabariza, baramushyingura.

## Intangiriro 36

### Ezawu ajya gutura mu gihugu cya Edomu

1Dore urubyaro rwa Ezawu, ari we Edomu:

2Ezawu yarongoye abakobwa bo mu gihugu cya Kanahani: Ada, umukobwa wa Eliyoni w'Umuheti; na Oholibama, umukobwa wa Ana, mwene Sibewoni w'Umuhivi.

3Arongora na Basimata, umukobwa wa Ismaheli, mushiki wa Nebayoti.

4Ada abyarira Ezawu Elifazi, naho Basimata amubyarira Rehuweli.

5Oholibama amubyarira Yewushi, Yawelamu na Kora. Abo ni bo bene Ezawu bavukiye mu gihugu cya Kanahani.

6Nyuma y'ibyo Ezawu ajya mu kindi gihugu, kure ya murumuna we Yakobo. Ava rero muri Kanahani, ajyana n'abagore be, n'abahungu n'abakobwa be, n'abagaragu be, n'amashyo ye, amatungo ye yose n'ibintu bye byose yari yarahahiye muri icyo gihugu.

7Byatewe n'uko ibintu bari batunze byabaye byinshi, ntibaba bagishoboye guturana. Aho bari barasuhukiye ntihari hakibahagije, ku mpamvu y'amatungo menshi bari batunze.

8Ezawu aragenda, atura ku musozi wa Seyiri. Ezawu ni we Edomu.

### Abakomoka kuri Ezawu

9Dore rero urubyaro rwa Ezawu, sekuruza w'Abanyedomu batuye mu misozi ya Seyiri.

10Ngaya amazina y'abahungu ba Ezawu: Elifazi mwene Ada, muka Ezawu, na Rehuweli mwene Basimata, muka Ezawu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11Abahungu ba Elifazi ni Temani, Omari, Sefo, Gayetamu na Kenazi.

12Timuna wari inshoreke ya Elifazi mwene Ezawu, amubyarira Amaleki. Abo ni bo
buzukuru ba Ezawu na Ada, umugore we.

13Abahungu ba Rehuweli ni Nahati, Zerahi, Shama na Miza. Abo ni bo buzukuru ba
Ezawu na Basimata, umugore we.

14Dore abahungu ba Oholibama, umukobwa wa Ana, mwene Sibewoni: Oholibama
muka Ezawu yabyaye Yewushi, Yawelamu na Kora.

### Abatware b'imiryango ya Edomu

15Dore abatware b'imiryango ya bene Ezawu. Abatware ba bene Elifazi, imfura ya
Ezawu, ni Temani, Omari, Sefo, Kenazi,

16Kora, Gayetamu, Amaleki. Abo ni bo batware ba Elifazi, mu gihugu cya Edomu
bakaba abana ba Ada.

17Abatware ba bene Rehuweli, mwene Ezawu, ni Nahati, Zerahi, Shama, na Miza. Abo
ni bo batware ba bene Rehuweli, mu gihugu cya Edomu, bakaba abana ba Basimata
muka Ezawu.

18Abatware ba bene Oholibama muka Ezawu, ni Yewushi, Yawelamu, na Kora.
Bakaba abatware ba Oholibama, mwene Ana, muka Ezawu.

19Ngabo bene Ezawu, ngabo abatware babo. Ezawu ni we Edomu.

### Abakomoka kuri Seyiri w'Umuhori

20Dore bene Seyiri w'Umuhori, bari batuye icyo gihugu: ni Lotani, Shobali, Sibewoni,
Ana,

21Dishoni, Eseri na Dishani. Abo ni bo batware b'Abahori, bene Seyiri, mu gihugu cya
Edomu.

22Bene Lotani ni Hori, na Hemami; mushiki wa Lotani yitwaga Timina.

23Bene Shobali ni Aluwani, Manahati, Ebali, Shefo na Onamu.

24Bene Sibewoni ni Aya na Ana. Ana uwo nguwo ni we wigeze kubona amariba mu
butayu, aragiye indogobe za se Sibewoni.

25Bene Ana ni Dishoni na Oholibama umukobwa wa Ana.

26Bene Dishoni ni Hemudani, Eshibani, Yitirani, na Kerani.

27Bene Eseri ni Bilihani, Zawani na Akwani.

28Bene Dishani ni Husi na Arani.

29Abatware b'Abahori ni Lotani, Shobali, Sibewoni, Ana,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

30Dishoni, Eseri na Dishani. Abo ni bo batware b'imiryango y'Abahori mu gihugu cya Seyiri.

### Abami ba Edomu

31Dore abami bimye ingoma muri Edomu, Israheli itaragira umwami.

32Bela, mwene Bewori, yari umwami muri Edomu; izina ry'umurwa we rikaba Dinihava.

33Bela atanze, hima Yobabu mwene Zerahi, w'i Bosira.

34Yobabu atanze, hima Hushami wo mu gihugu cy'Abatemani.

35Hushami atanze, hima Hadadi mwene Bedadi, ni we waneshereje Madiyani mu misozi ya Mowabu; izina ry'umurwa we rikaba Awiti.

36Hadadi atanze, hima Samula w'i Masireka.

37Samula atanze, hima Sawuli w'i Rehoboti yo kuri Efurati.

38Sawuli atanze, hima Behali-Hanani, mwene Akibori.

39Behali-Hanani atanze, hima Hadari; izina ry'umurwa we rikaba Pawu. Umugore we yitwaga Mehetabela, umukobwa wa Matiredi mwene Mezahabu.

### Abandi batware b'imiryango ya Edomu

40Dore amazina y'abatware ba Ezawu, ukurikije imiryango yabo, n'aho bari batuye. Abo batware ni Timuna, Aluwa, Yeteti,

41Oholibama, Ela, Pinoni,

42Kenazi, Temani, Mibizari,

43Magidiyeli na Iramu. Ngabo rero abatware ba Edomu, ukurikije aho bari batuye, mu gihugu cyari icyabo. Ngibyo ibya Ezawu, sekuruza w'Abanyedomu bose.

## Intangiriro 37

## YOZEFU

### Inzozi za Yozefu

1Yakobo rero yatuye mu gihugu se yari yarasuhukiyemo, ari cyo gihugu cya Kanahani.

2Dore amateka yo kwa Yakobo: Yozefu, amaze kugera mu kigero cy'imyaka cumi n'irindwi, yaragiranaga amatungo na bene se. Uwo musore yajyanaga n'abahungu ba Zilipa na Biliha, abagore ba se. Bukeye abwira se ukuntu babavugaga nabi.

3Israheli akikundira Yozefu kuruta abandi bahungu be bose, agatsinda yari umwana wo mu zabukuru. Yari yaramuboheye ikanzu y'amaboko maremare.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Bene se babonye ko amutonesheje, baramwanga, ntibongera kumuvugisha neza.

5Umunsi umwe, Yozefu ararota, arotorera bene se; noneho barushaho kumwanga.

6Arababwira ati «Nimutege amatwi, mwumve inzozi narose.

7Nagize ntya mbona duhambira imiba mu murima; ngiye kubona, mbona umuba wanjye uregutse urahagarara, imiba yanyu irawukikiza, irawunamira.»

8Bene se bati «Mbese urashaka kuzatubera umwami cyangwa umutware ngo udutegeke?» Barushaho kumwanga, bamuhora inzozi ze n'amagambo ye.

9Yozefu arongera ararota, arotorera bene se, ati «Dore nongeye kurota, ndota izuba n'ukwezi n'inyenyeri cumi n'imwe zinyunamira.»

10Ibyo abirotorera se na bene se. Se aramutonganya, ati «Izo nzozi warose, ni nzozi ki? Ubwo se ni ukuvuga ko jye na nyoko na bene so, tuzakunamira?»

11Bene se bamugirira ishyari, naho se abibika mu mutima.

### Yozefu agurishwa na bene se

12Umunsi umwe, bene se bari bahuye amatungo ya se kuri Sikemu.

13Yakobo abwira Yozefu, ati «Abo muva inda imwe ntibaragiye i Sikemu? Ngwino, nkohereze aho bari.» Yozefu ati «Ndaje.»

14Yakobo ati «Genda rero, urebe uko abo muva inda imwe bamerewe, urebe uko amatungo ameze, maze uzaze umbwire amakuru yabo.» Amwohereza aho bari mu kibaya cya Heburoni. Nuko Yozefu aragenda, agera i Sikemu.

15Umugabo aza kumubona abungera mu gasozi; uwo mugabo aramubaza, ati «Urashaka iki?»

16Yozefu ati «Ndashaka bene data. Ndakwinginze, ndangira aho baragiye.»

17Wa mugabo ati «Aha bahavuye, kuko numvise bavuga bati 'Tujye i Dotani.'» Nuko Yozefu agenda akurikiranye bene se, koko abasanga i Dotani.

18Bamubonera kure; atarabageraho, batangira kumugambanira ngo bamwice.

19Baravugana bati «Dore wa murosi araje!

20Nimuze tumwice ubu noneho, tumujugunye muri rimwe muri ariya mariba. Tuzavuge ko inyamaswa y'inkazi yamumize, maze tuzarebe aho za nzozi ze zizamugeza!»

21Rubeni arabyumva, agerageza kumubakiza. Arababwira ati «Twoye kumwica.»

22Rubeni yungamo ati «Mwimena amaraso, ahubwo nimumujugunye muri ririya riba riri ku gasi, ariko mwoye kugira ikindi mumutwara.» Kwari ukugira ngo amubakize, azamusubize se.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

23Nuko Yozefu akibageraho, baramufata, bamwambura ikanzu ye, ya kanzu
y'amaboko maremare,

24bamujugunya mu iriba ryakamye, ritakirimo amazi.

25Baricara bararya. Bagiye kubona, babona urushorerane rw'Abayismaheli bari
baturutse i Gilihadi, ingamiya zabo zikoreye amakakama yosa, imibavu n'ishangi,
bajya kubicuruza mu Misiri.

26Nuko Yuda abwira bene se, ati «Kwica murumuna wacu tugahisha amaraso ye
bitumariye iki?

27Nimuze tumugure na bariya Bayismaheli, tutagira icyo tumutwara kandi tuva inda
imwe, dusangiye n'amaraso.» Iyo nama bene se barayishima.

28Haza kuza Abamadiyani b'abacuruzi; Yozefu ni ko kumukura muri rya riba,
bamugura n'Abayismaheli, bamugura amasikeli makumyabiri ya feza, Yozefu
bamujyana mu Misiri.

29Rubeni agarutse ku iriba, asanga Yozefu atakirimo. Ashishimura imyambaro ye.

30Agaruka asanga bene se, ati «Umwana ntagihari! Ndakwirwa he?»

31Benda ya kanzu ya Yozefu, babaga isekurume y'ihene, binika ya kanzu mu maraso
yayo.

32Hanyuma ikanzu bayohererereza se bamubwira bati «Dore ibintu twatoraguye, reba
niba yaba ikanzu y'umuhungu wawe, cyangwa se niba atari yo.»

33Yakobo arayimenya, ariyamirira ati «Ni ikanzu y'umwana wanjye! Inyamaswa
y'inkazi yaramuriye, Yozefu yaratanyaguwe!»

34Nuko Yakobo ashishimura imyambaro ye, yambara igunira, yiraburira umwana we
igihe kirekire.

35Abahungu be n'abakobwa be baza kumuhoza, yanga guhozwa, avuga ati
«Nziraburira umwana wanjye kugeza ko tuzahurira ikuzimu.» Nuko aramuririra.

36Abamadiyani bageze mu Misiri, Yozefu bamugurura na Potifari, umukone wa
Farawo, akaba n'umutegeka w'abarinzi be.

## Intangiriro 38

### Yuda na Tamara

1Muri icyo gihe, Yuda amanuka ava aho bene se bari batuye, ajya kwa Hira, umugabo
wari utuye i Adulamu.

2Yuda ahabona umukobwa wa Shuwa w'Umunyakanahani, aramurongora barabana.

3Asama inda, abyara umwana w'umuhungu, bamwita Eri.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Arongera asama indi nda, abyara umuhungu, bamwita Onani.

5Yongeye kubyara umwana w'umuhungu, bamwita Shela. Yamubyaye bari i Kizibu.

6Yuda ashakira umugore Eri, umuhungu we w'imfura, amushakira uwitwa Tamara.

7Eri, imfura ya Yuda, aza kubera Uhoraho umuntu mubi, Uhoraho aramwica.

8Yuda ni ko kubwira Onani, ati «Sanga umugore wa mwene nyoko, urangize umurimo wa mukuru wawe, umubyarire.»

9Onani yari azi ariko ko uwo mwana atazaba uwe, ni cyo cyatumaga asohorera hasi iyo yegeraga umugore wa mwene nyina, kugira ngo atazamubyarira.

10Ibyo yakoraga, Uhoraho arabigaya, aramwica na we.

11Yuda abwira umukazana we Tamara, ati «Igumire iwanyu mu bupfakazi bwawe, kugeza igihe umuhungu wanjye Shela azakurira.» Ubwo yaribwiraga, ati «Hato na we atazapfa nka bakuru be!» Nuko Tamara asubira kwa se.

12Hashize iminsi myinshi, umukobwa wa Shuwa, umugore wa Yuda, arapfa. Yuda ararira, arahora, hanyuma azamukana n'incuti ye Hira w'i Adulamu, asanga abakemuraga amatungo ye, i Timuna.

13Babibwira Tamara, bati «Sobukwe azamutse agana i Timuna, agiye kogosha intama ze.»

14Tamara yiyambura imyambaro ye y'ubupfakazi, atega igitambaro; amaze kwimiramiza ngo hatagira umumenya, yicara ku irembo ry'umugi wa Enayimu, ku nzira ijya i Timuna. Yari yabonye neza ko Shela yari amaze kuba mukuru, ntibamumushyingira.

15Yuda amubonye amwitiranya n'umugore w'ihabara, kuko yari yitwikiriye no mu maso.

16Aramusanga, aramubwira ati «Nyemerera turyamane.» Nta bwo yari yamenye ko ari umukazana we. Undi ati «Urampa iki ngo ungereho?»

17Yuda ati «Nzakohererereza umwana w'ihene nkuye mu matungo yanjye.» Umugore ati «Ndabyemeye, ariko unsigire ingwate, kugeza igihe uzohererereza iyo hene.»

18Yuda ati «Ingwate nguha ni iyihe?» Undi ati «Ikashe yawe, umukufi wayo, n'iyo nkoni witwaje.» Arabimuha, bararyamana, nuko Tamara arasama.

19Hanyuma arahaguruka aragenda, yiyambura cya gitambaro, asubira kwambara ya myenda ye y'ubupfakazi.

20Yuda yohereza wa mwana w'ihene, atumye ya ncuti ye y'i Adulamu ngo inamugarurire ingwate ze. Ariko iyo ncuti ntiyabona uwo mugore.

21Abaza abantu b'aho ngaho, ati «Wa mugore w'ihabara wari ku nzira ijya i Enayimu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ari hehe?» Bati «Nta habara yigeze iba hano.»

22Agaruka kwa Yuda aramubwira ati «Nta we nabonye, ndetse n'abantu b'aho bambwiye ko nta habara yigeze ihaba!»

23Yuda ati «Nagumane byose! Tutazavaho twisuzuguza. Ibyo ari byo byose, namwohererereje umwana w'ihene, ariko wowe ntiwamubonye!»

24Hashize amezi atatu, baza kubwira Yuda, bati «Tamara umukazana wawe yabaye ihabara, dore ndetse n'ubu aratwite!» Yuda aravuga ati «Nibamusohore, maze bamutwike !»

25Abonye bamujyanye, Tamara atuma kuri sebukwe, ati «Inda ni iya nyir'ibi bintu.» Ati «Ibuka nyir'iyi kashe, n'uyu mukufi n'iyi nkoni!»

26Yuda arabimenya, ati «Yandushije ubutungane, kuko ntamushyingiye umuhungu wanjye Shela.» Kuva ubwo ntiyongeye kumwegera ukundi.

27Tamara ari hafi kubyara, asanga atwite babiri.

28Mu gihe cyo kubyara, umwana wa mbere abanza ikiganza; umugore ubyaza aragisingira, agishyiraho akadodo gatukura, ati «Uyu ni we wa mbere.»

29Ariko uwo mwana asubizayo ikiganza; habanza kuvuka indi mpanga. Umugore ati «Uciye he?» Nuko bamwita Pereshi (bisobanura ngo 'Icyuho'.)

30Nyuma wa wundi wari ufite akadodo gatukura ku kiganza, na we aravuka. Bamwita Zera.

## Intangiriro 39

### Yozefu kwa Potifari w'Umunyamisiri

1Yozefu bamujyana mu Misiri. Potifari, Umunyamisiri, umukone wa Farawo watwaraga abarinzi be, amugura n'Abayismaheli bari bamujyanyeyo.

2Uhoraho yari kumwe na Yozefu; agira ukuboko kwiza, aba umunyanzu wa shebuja, uwo Munyamisiri.

3Shebuja abona ko Uhoraho yari kumwe na Yozefu, kuko ibyo yakoraga byose byamuhiraga.

4Yozefu aratona cyane. Potifari amugira umugaragu we, ndetse amuha ubutware mu by'urugo, amushinga ibyo yari atunze byose.

5Amaze kumugira umutware w'iby'urugo, no kumushinga ibyo yari atunze byose, Uhoraho aha umugisha urugo rw'uwo Munyamisiri, agirira Yozefu; umugisha w'Uhoraho ukwira ibye byose, urugo n'imirima.

6Ashinga Yozefu ibyo atunze byose, ntiyagira icyo yongera kugenzura, uretse kwita ku byo yaryaga!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Yozefu n'umugore wa shebuja

Yozefu yari mwiza wese, akagira mu maso heza.

7Bukeye umugore wa shebuja areba Yozefu, aramubenguka; aramubwira ati «Turyamane.»

8We aranga, ahubwo abwira nyirabuja, ati «Dore databuja nta cyo akingenzuraho, ndetse yanshinze n'ibyo atunze byose.

9Uru rugo ntarundutamo, nta cyo ajya anyima, uretse wowe, kuko uri umugore we. None nashobora nte gukora ishyano nk'iryo, ngacumura ku Mana?»

10N'ubwo nyirabuja yabimubwiraga buri munsi ngo baryamane basambane, Yozefu yanga kumwumva.

11Umunsi umwe Yozefu yinjira mu nzu gukora imirimo ye, nta n'umwe mu bantu bo mu rugo wari aho.

12Uwo mugore amufata umwenda, aramubwira ati «Turyamane!» Yozefu amurekera umwenda, ahunga asohoka.

13Umugore abonye amusigiye umwenda mu ntoki agahunga asohoka,

14ahamagara abantu bo mu rugo, arababwira ati «Nimurore! Batuzanyemo Umuhebureyi, umugabo w'inkubaganyi! Yanyegereye ngo turyamane, ntera hejuru, mvuza induru.

15Yumvise nteye hejuru, ata umwambaro we iruhande rwanjye, arahunga, arasohoka.»

16Nuko umwenda wa Yozefu awurambika iruhande rwe, kugeza igihe umugabo we atahiye.

17Aje amubwira kwa kundi, ati «Wa mugaragu w'Umuhebureyi watuzaniye, yanteye ngo ankinishe.

18Ariko yumvise nteye hejuru, ata umwambaro we iruhande rwanjye, arahunga, arasohoka.»

19Shebuja yumvise amagambo umugore we amubwiye, agira ati «Ngibyo iby'umugaragu wawe yangiriye», uburakari bwe buragurumana.

20Shebuja wa Yozefu aramufata, amuta mu buroko, ahafungirwaga imbohe z'umwami. Nuko Yozefu aguma mu buroko.

### Yozefu mu buroko

21Ariko Uhoraho aba kumwe na Yozefu, impuhwe ze zimwururukiraho, amuhesha ubutoni mu maso y'umutware w'uburoko.

22Uwo mutware aha Yozefu gutegeka abanyururu bose bari mu buroko. Ibyo


© 2012, Bible Society of Rwanda.

bahakoreraga byose, ni we wabikoreshaga.

[23]Umutware w'uburoko ntiyagira ikindi yongera kugenzura mu byo yari yamushinze, kuko Uhoraho yari kumwe na Yozefu. Uhoraho agahora amuha kugira ukuboko kwiza, mu byo yakoraga byose.

## Intangiriro 40

[1]Nyuma y'ibyo, umunyanzoga wa Misiri, n'umutetsi w'imigati bacumura kuri shebuja, umwami wa Misiri.

[2]Farawo arakarira cyane ibyo byegera bye, umutetsi mukuru w'imigati n'umunyanzoga mukuru, uko ari babiri.

[3]Abafungira mu nzu y'umutware w'abarinda umwami, mu buroko nyirizina aho Yozefu yari afungiye.

[4]Umutware w'abarinda umwami abashinga Yozefu, ngo abakorere.

### Yozefu asobanura inzozi z'abanyururu babiri

Umunyanzoga n'umutetsi w'imigati b'umwami wa Misiri bamara igihe bafungiye muri ubwo buroko.

[5]Bombi baza kurota inzozi, umwe ku buryo bwe undi ku bwe, ariko mu ijoro rimwe, kandi izo nzozi zari zifite ibisobanuro binyuranye.

[6]Bukeye mu gitondo, Yozefu abasanga aho bari, abona bashavuye.

[7]Ni ko kubaza ibyegera bya Farawo byari bifunganywe na we mu nzu kwa shebuja, ati «Ni kuki uyu munsi noneho mwijimye?»

[8]Nuko baramusubiza bati «Twarose, tubura uwadusobanurira inzozi.» Yozefu arababwira ati «Imana se si yo yonyine ishobora gusobanura inzozi? Ngaho nimuntekerereze uko mwarose.»

[9]Umunyanzoga mukuru arotorera Yozefu inzozi ze, ati «Narose umuzabibu ushinze imbere yanjye.

[10]Kuri uwo muzabibu hari amashami atatu. Mbona urapfunditse urarabya, imbuto zirera.

[11]Igikombe cya Farawo nari ngifite mu ntoki, nenda imbuto z'imizabibu nzikamuriramo, mpereza Farawo.»

[12]Yozefu aramubwira ati «Dore uko zisobanurwa. Amashami atatu ni iminsi itatu.

[13]Nihashira iminsi itatu Farawo azakunamura, weguke agusubize ubutware bwawe, wongere ujye guhereza Farawo igikombe cya divayi nk'uko wahoze ubigira.

[14]Numara kugira amahirwe, uzibuke ko twabanye: uzangirire ubuntu maze umpakirwe kuri Farawo, ankure muri iyi nzu ndimo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Kuko bankuye mu gihugu cy'Abahebureyi. N'aha ndi, nta cyaha nakoze kugira ngo bamfungire mu buroko.»

16Umutetsi mukuru w'imigati abonye ko Yozefu yasobanuriye undi inzozi ze neza, na we aramubwira ati «Jyeweho narose nikoreye inkangara eshatu z'imigati y'ifu yera.

17Mu nkangara yo hejuru, harimo amoko menshi y'utugati Farawo akunda kurya. Ariko inyoni zikaza, zikaturira mu nkangara nari nikoreye.»

18Yozefu aramubwira ati «Dore igisobanuro: Inkangara eshatu ni iminsi itatu.

19Nihashira iminsi itatu Farawo azakunamura; ariko azunamura umutwe wawe, akumanike ku giti, maze inyoni zikurye!»

20Nuko hashize iminsi itatu, ku munsi bibukagaho ivuka rye, Farawo agirira abagaragu be bose ibirori n'isangira. Ubwo yibuka umunyanzoga mukuru n'umutetsi mukuru w'imigati, yunamura umutwe wabo.

21Umunyanzoga mukuru, Farawo amusubiza ku murimo we, yongera kujya ahereza Farawo igikombe cye;

22naho umutetsi mukuru w'imigati, aramumanika. Biba nk'uko Yozefu yari yasobanuye inzozi zabo.

23Ariko wa munyanzoga mukuru ntiyibuka Yozefu, ahubwo aramwibagirwa.

## Intangiriro 41

### Inzozi za Farawo

1Imyaka ibiri ihise, Farawo na we aza kurota. Arota ahagaze ku ruzi rwa Nili;

2abona inka ndwi nziza zibyibushye zitumburuka ziva muri Nili, zitangira kurishiriza mu rufunzo.

3Hanyuma haza izindi ndwi zizikurikiye na zo ziva muri Nili: zo zari umwaku, zinanutse. Zihagarara iruhande rw'izindi ku nkombe y'Uruzi.

4Nuko za nka ndwi zinanutse zadukira za zindi ndwi nziza zibyibushye, ziraziyongobeza. Farawo aribambura.

5Arongera aribikira, arota ubwa kabiri, ngo amahundo arindwi yera ku giti kimwe, ahunze neza, aryoheye ijisho.

6Maze andi mahundo arindwi y'iminambe, yumishijwe n'umuyaga uturuka iburasirazuba, akurikiraho, arakura.

7Ayo mahundo y'iminambe amira ya mahundo ahunze neza, atsitse uko ari arindwi. Farawo aribambura amenya ko zari inzozi.

8Mu gitondo Farawo yari yakutse umutima, ahamagaza abapfumu n'abacurabwenge


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bose bo mu Misiri. Farawo abarotorera inzozi ze, ariko ntihagira n'umwe ushobora kuzimusobanurira.

9Ubwo umunyanzoga mukuru abwira Farawo, ati «Uyu munsi ngiye kwirega icyaha cyanjye.

10Farawo yari yarakariye abagaragu be, maze amfungira mu nzu y'umutware w'abamurinda, jyewe n'umutetsi mukuru w'imigati.

11Tuza kurota mu ijoro rimwe, we nanjye turota inzozi zifite ibisobanuro binyuranye.

12Twari kumwe n'umusore w'Umuhebureyi, akaba umugaragu w'umutware w'abarinzi. Tumutekerereza inzozi zacu, arazisobanura; agenda asobanurira buri muntu inzozi ze.

13Biza kutugendekera nk'uko yari yabidusobanuriye: jye banshubije ku murimo wanjye w'ubuhereza, we baramumanika.»

## Yozefu asobanura inzozi za Farawo

14Farawo aherako atumiza Yozefu. Bihutira kumukura mu buroko. Baramwogosha, ahindura imyambaro, yitaba Farawo.

15Farawo abwira Yozefu, ati «Narose, maze mbura uwansobanurira inzozi. Nyamara ariko numvise ko ngo inzozi bajya bakurotorera, ushobora kuzisobanura!»

16Yozefu abwira Farawo, ati «Si jye, ni Imana iri busubize Farawo ijambo ry'amahoro.»

17Farawo abwira Yozefu, ati «Narose mpagaze ku nkombe y'uruzi rwa Nili.

18Ngiye kubona, mbona muri Nili hatumburutsemo inka ndwi nziza zibyibushye, zirishiriza mu rufunzo.

19Nyuma zikurikirwa n'izindi ndwi mbi, zinanutse, zazonzwe. Sinigeze mbona inka mbi nk'izo, mu gihugu cyose cya Misiri.

20Izo nka mbi kandi zinanutse zimiragura za zindi ndwi za mbere nziza zibyibushye.

21Zinjira mu nda zazo; nyamara ntawari kumenya ko zinjiye mu gifu cyazo, kuko zakomeje kuba mbi nka mbere. Ubwo ndibambura.

22Ndongera mbona nanone mu nzozi amahundo arindwi yera ku giti kimwe, ahunze neza, aryoheye ijisho.

23Ngiye kubona, mbona andi mahundo arindwi y'iminambe, yumishijwe n'umuyaga uturuka iburasirazuba, na yo akurikiraho arakura.

24Ayo mahundo y'iminambe amira ya mahundo ahunze neza uko ari arindwi! Nabirotoreye abapfumu bose, ariko nta muntu n'umwe washoboye kubinsobanurira.»


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

25Yozefu abwira Farawo, ati «Inzozi za Farawo ni zimwe. Ibyo Imana igiye kugirira Farawo, yabimuhishuriye.

26Za nka ndwi nziza ni imyaka irindwi, na ya mahundo meza arindwi, ni imyaka irindwi: ntaho bitaniye.

27Na za nka mbi ndwi zinanutse zazikurikiye, ni imyaka irindwi, kimwe na ya mahundo arindwi y'iminambe, yumishijwe n'umuyaga w'iburasirazuba: izaba imyaka irindwi y'inzara.

28Ubwo ni bwo butumwa nagombaga kubwira Farawo, kandi icyo Imana igiye gukora, yakigaragarije Farawo.

29Dore mu gihugu cyose cya Misiri hagiye kuza imyaka irindwi y'uburumbuke bwinshi.

30Hanyuma hazakurikiraho imyaka irindwi y'inzara, ubwo burumbuke bwose bwibagirane mu gihugu cya Misiri, inzara iyogoze igihugu.

31Uburumbuke bwoye kwibukwa kubera inzara izaza ibukurikiye, kuko izaba ari icyorezo.

32Kuba izo nzozi zabonekeye Farawo kabiri, ni ikimenyetso cy'uko Imana yabitegetse kandi yiyemeje kubigira vuba.

33None rero, Farawo nashake umuntu w'umunyabwenge witonda, amugire umutware w'intebe mu gihugu cya Misiri.

34Farawo ashyireho abagenzuzi, bahunikishe igice cya gatanu cy'umusaruro w'igihugu cya Misiri, muri iyo myaka y'uburumbuke uko ari irindwi!

35Bateranye ibihunikwa by'iyo myaka y'uburumbuke igiye gutaha, bahunike ingano mu migi, maze Farawo azirindishe.

36Ibyo bihunitse, bazabizigamire imyaka irindwi y'inzara izatera mu gihugu cya Misiri, bityo abaturage boye kuzarimburwa n'inzara.»

### Yozefu aba umutware w'intebe wa Farawo

37Iyo nama inyura Farawo n'abagaragu be bose.

38Farawo ni ko kubaza abagaragu be, ati «Umuntu nk'uyu wifitemo umwuka w'Imana azaboneka he?»

39Farawo abwira Yozefu, ati «Ubwo Imana yakweretse ibyo byose, nta muntu w'umunyabwenge witonda kukurusha.

40Ni wowe mpaye ubutware bw'urugo rwanjye, kandi imbaga yanjye yose izumvira itegeko ryawe. Icyo nzakurusha gusa ni intebe ya cyami.»

41Farawo abwira Yozefu, ati «Kuva ubu nkugize umutware w'igihugu cya Misiri

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

cyose.»

42Ni ko gukuramo impeta ye yari yambaye ku rutoki, ayambika Yozefu. Amwambika n'imyambaro myiza ya hariri, n'urunigi rwa zahabu mu ijosi.

43Amushyira ku igari rikururwa n'ifarasi, amugira umwungirije mu butegetsi. Nuko bamurangaza imbere, bakagenda bavuga bati «Nimutange inzira!» Farawo amuha rero ubutegetsi mu gihugu cyose cya Misiri.

44Nuko abwira Yozefu, ati «Jyewe ndi Farawo! Ariko nta muntu n'umwe uzarevura mu gihugu cyose cya Misiri, utabimuhereye uruhusa.»

45Farawo yita Yozefu irindi zina, amwita Safunati- Paneya, anamushyingira Asinata, umukobwa wa Poti-Fera, akaba umuherezabitambo wo mu mugi witwa Oni. Nuko Yozefu atambagira igihugu cyose cya Misiri.

46Yozefu, ubwo ahawe ubutware na Farawo, umwami wa Misiri, yari mu kigero cy'imyaka mirongo itatu. Yozefu asezera kuri Farawo, ngo atambagire igihugu cyose cya Misiri.

47Muri iyo myaka irindwi y'ubukungu, imirima irera cyane.

48Yozefu ahunikisha ibiribwa byose by'iyo myaka irindwi y'uburumbuke bwa Misiri. Abihunika mu migi. Buri mugi akawuhunikamo imyaka y'imirima iwukikije.

49Yozefu ahunika ingano nyinshi, nyinshi cyane nk'umusenyi wo ku nkombe y'inyanja, ku buryo atongeye kwirushya abara, kuko nta washoboraga kubipima.

50Mbere y'uko inzara itera, Yozefu abyara abahungu babiri kuri Asinata umukobwa wa Poti-Fera, umuherezabitambo wo mu mugi witwa Oni.

51Uw'imfura Yozefu amwita Manase (bisobanura ngo 'Yanyibagije'), agira ati «mbitewe n'uko Imana yanyibagije umuruho wanjye n'inzu ya data.»

52Uwa kabiri amwita Efurayimu (bisobanura ngo 'Yampaye kororoka'), avuga ati «mbitewe n'uko Imana yampaye kororokera mu gihugu naboneyemo akababaro.»

53Ya myaka irindwi y'uburumbuke mu gihugu cyose cya Misiri irashira.

54Hatangira kuza ya yindi irindwi y'inzara, nk'uko Yozefu yari yarabivuze. Inzara itera mu bindi bihugu byose, ariko mu Misiri hose hari ibyo kurya.

55Misiri yose imaze kuyogozwa n'inzara, abantu batakira Farawo, bamwaka ibyo kurya. Farawo abwira Abanyamisiri bose, ati «Nimusange Yozefu, mukore icyo abategetse.»

56Inzara ikwira igihugu cyose. Yozefu ni ko gukingura ibigega byose yahunitse mu migi, agurisha Abanyamisiri ingano. Inzara iranga irakomera cyane mu gihugu cya Misiri.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[57]Ariko ibindi bihugu biza bigana Misiri ngo bagure na Yozefu ingano. Koko rero, inzara yari yabaye icyago ku isi hose.

## Intangiriro 42

### Yakobo yohereza abahungu be mu Misiri

[1]Yakobo amenye ko mu Misiri hari amahaho koko, abwira abahungu be, ati «Ni kuki murebana gusa?»

[2]Ati «Numvise ko mu Misiri hari amahaho. Cyo nimumanuke mujyeyo kuduhahira, tubeho, tutazashira.»

[3]Bene Yakobo bamanuka ari icumi, bajya guhaha ingano mu Misiri.

[4]Yakobo ariko ntiyohereza Benyamini, murumuna wa Yozefu, ngo ajyane na bakuru be; kuko yibwiraga ati «Hatazagira icyago kimubaho.»

[5]Bene Israheli bagera rero mu Misiri baje kugura ingano, nk'abandi bahashyi, kuko inzara yari ikaze mu gihugu cya Kanahani.

### Yozefu yakirana inabi abavandimwe be

[6]Yozefu ni we watwaraga igihugu cyose, akaba ari we uhahisha abaturage bose. Bene se rero baraza, baramuramutsa bubitse umutwe ku butaka.

[7]Yozefu abonye bene se, arabamenya, ariko abahisha uwo ari we; ababwira abakanika, ati «Mbe murava he?» Bati «Tuvuye mu gihugu cya Kanahani, tuje guhaha ingano.»

[8]Yozefu yari yamenye abavandimwe be, ariko bo ntibamumenya.

[9]Ubwo Yozefu yibuka za nzozi yari yararose ziberekeyeho. Arababwira ati «Muri abatasi! Mwazanywe no kugenzura ahatarinzwe neza mu gihugu!»

[10]Baramusubiza bati «Oya, shobuja! Abagaragu bawe tuje guhaha.

[11]Twese uko utureba turi abana b'umugabo umwe. Turavuga ukuri kuzira ikinyoma. Abagaragu bawe nta bwo turi abatasi.»

[12]Yozefu ati «Oya ye! Mwaje gutata ahatarinzwe neza mu gihugu.»

[13]Bati «Abagaragu bawe twari abavandimwe cumi na babiri, turi abana b'umugabo umwe wo mu gihugu cya Kanahani. Umuto yasigaranye na se, undi ntakiriho.»

[14]Yozefu ati «Sinababwiye ko muri abatasi?

[15]Dore uko mugiye kugeragezwa; ndahiye Farawo, nta bwo muzava ino murumuna wanyu uwo ataje.

[16]Nimwohereze umwe muri mwe ajye gushaka murumuna wanyu. Mwe muzasigara mufunze, kugira ngo tubanze tugenzure ukuri kw'imvugo yanyu, tumenye niba muri


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mu kuri. Bitabaye ibyo, ndahiye Farawo, muzaba muri abatasi koko!»

17Nuko abafunga iminsi itatu.

18Ku munsi wa gatatu, Yozefu arababwira ati «Nimukore uko ngiye kubabwira, mukunde mubeho. Ntinya Imana.

19Niba muvugisha ukuri, umwe muri mwe agume ino ari imbohe mu nzu mufungiyemo. Abandi mugende mujyane ingano zo kurengera imiryango yanyu ishonje.

20Hanyuma muzagarukane murumuna wanyu w'umuhererezi, kugira ngo tuzagenzure ukuri kw'imvugo yanyu, mutazapfa mugashira.» Babigenza batyo.

21Barabwirana, bati «Ni ishyano! Twese twacumuye kuri murumuna wacu igihe yari mu kaga, yishwe n'agahinda ntitumwumve, kandi atwinginga. Ni cyo gitumye natwe tugwa muri aka kaga.»

22Rubeni ni ko kubasubiza, ati «Sinababwiye ngo 'Mwoye guhemukira uwo mwana!' Ariko mwanze kunyumva, none dore amaraso ye arahowe.»

23Ntibamenya yuko Yozefu ahita yumva ibyo bavugaga, kuko yari yazanye umusemuzi.

24Yozefu abasiga aho, ajya ahiherereye ararira. Hanyuma arahindukira, avugana na bo; afata Simewoni, bamuboha bene se bareba.

### Abahungu ba Yakobo basubira muri Kanahani

25Hanyuma Yozefu ategeka ko buzuza ingano mu mifuka yabo, na feza bari batanzeho ikiguzi bakazisubiza mu mufuka wa buri muntu, nyuma bakabaha impamba y'urugendo. Ni uko yabagenjereje.

26Nuko bajyana ingano zitwawe n'indogobe zabo, baragenda.

27Bageze ku icumbi, umwe muri bo aza guhambura umufuka we ngo ahe indogobe ye icyo kurya; nuko abona feza ze ziri hejuru y'ingano!

28Abwira bene se, ati «Banshubije feza zanjye, dore ziracyari mu mufuka wanjye!» Bakuka umutima, bahinda umushyitsi, baravugana bati «Imana yatugize ite?»

29Bageze kwa se Yakobo mu gihugu cya Kanahani, bamutekerereza ibyababayeho byose, bati

30«Umugabo utegeka icyo gihugu yatubwiye adukanika, adufata nk'abantu baje gutata igihugu.

31Twamubwiye ko turi abantu bavugisha ukuri, tuti 'Nta bwo turi abatasi.

32Turi abavandimwe, twabyawe n'umubyeyi umwe; twari cumi na babiri, umwe ntakiriho, umuto yasigaranye na data mu gihugu cya Kanahani.'

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

33Nuko uwo mugabo utegeka igihugu aratubwira ati ’Dore ikizamenyesha ko muvugisha ukuri: Nimunsigire umwe muri mwe, mwende ibyo mushyira imiryango yanyu ishonje, maze mugende.

34Muzanzanire umuhererezi wanyu: ni ho nzamenya ko mutari abatasi, ahubwo ko muvugisha ukuri. Nanjye nzabasubiza mwene so, kandi muzabona uburenganzira bwo guhaha hose.’»

35Mu gihe cyo guhambura imifuka yabo, buri muntu akajya asanga feza ze mu isaho ye. Barabibona, na se arabibona, bashya ubwoba.

36Se Yakobo arababwira, ati «Erega mumazeho abana! Yozefu ntakiriho, Simewoni ntakiriho, none ngo mwantwara na Benyamini? Ibyo byose ni jye bigwiririye.»

37Nuko Rubeni abwira se, ati «Nintamukugarurira uzice abahungu banjye bombi. Umunshinge nzamukugarurira.»

38Yakobo ati «Umwana wanjye nta bwo azamanukana namwe. Mukuru we yarapfuye, asigara wenyine. Aramutse agiriye ibyago mu nzira muzacamo, mwatuma njyana imvi n’agahinda ikuzimu.»

## Intangiriro 43

### Benyamini ajyana n’abavandimwe be mu Misiri

1Inzara mu gihugu irabiyogoza.

2Bamaze ingano bari bavanye mu Misiri, se arababwira, ati «Nimusubireyo, muduhahire icyadutunga.»

3Yuda aramusubiza, ati «Wa mugabo yaratwihanangirije, ngo ’Ntimuzanca iryera, nimutazana murumuna wanyu.’

4Nutwohereza turi kumwe n’umuhererezi wacu, tuzajyayo guhaha;

5ariko nutamwohereza ntituzajyayo, kuko uwo mugabo yatubwiye ati ’Ntimuzanca iryera, nimutazana na murumuna wanyu.’»

6Israheli arababaza, ati «Ni iki cyatumye mungirira nabi mutyo, mujya kumenyesha uwo mugabo ko mufite undi muvandimwe?»

7Baramusubiza, bati «Uwo mugabo yaduhase ibibazo byinshi bitwerekeyeho, byerekeye n’umuryango wacu, avuga ati ’So aracyariho? Ese hari umuvandimwe wundi mugira?’ Natwe twagombye kumusubiza uko atubajije. Twashoboraga kumenya dute ko aza kutubwira, ati ’Muzamanukane murumuna wanyu’?

8Yuda abwira se, Israheli, ati «Reka umwana mujyane. Duhaguruke tugende, tubeho tutazicwa n’inzara, nawe n’utwana twacu.

9Jyewe ndamwishingiye, uzamumbaze. Nintamukugarurira ngo mugushyikirize,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nzaba ngucumuyeho bitazamvaho.

10 Iyo tudatindiganya dutya, ubu tuba tuvuyeyo kabiri.

11 Se Israheli ariyamirira, ati «Ubwo ari uko bimeze, nimugenze mutya: nimujyane mu mifuka yanyu imbuto zo muri iki gihugu ziruta izindi ubwiza, muzishyire uwo mugabo, muzimuture. Mujyane utubavu, ubuki, amakakama yosa, ishangi, n'ubunyobwa n'ibindi nk'ibyo.

12 Kandi mujyane na feza z'ingereka, hamwe na feza zagarutse mu mifuka yanyu; ahari ni amazinda yatumye zigaruka.

13 Mujyane na murumuna wanyu, muhaguruke musubire kuri uwo mugabo.

14 Imana Nyir'ububasha izabahe kubabarirwa n'uwo mugabo, azabareke mutahane na mwene so wundi, na Benyamini! Jyeweho ngiye gusigara nta mwana, nk'aho nta bo nigeze.»

### Yozefu akorera abavandimwe be umunsi mukuru

15 Abo bagabo benda ayo maturo bajyana feza z'ingereka, bajyana na Benyamini. Nuko barahaguruka, bamanuka basubiza iya Misiri. Bahinguka imbere ya Yozefu.

16 Yozefu ngo abone Benyamini ari kumwe na bo, abwira igisonga cye, ati «Injiza aba bantu mu nzu yanjye, ubage, utegure ibyo kurya, kuko nza gusangira na bo.»

17 Uwo mugabo akora ibyo Yozefu yamutegetse. Yinjiza abo bagabo mu nzu ya Yozefu.

18 Ubwoba burabataha, babonye ko babinjijje mu nzu ya Yozefu. Baribwira bati «Turazira feza bashyize mu mifuka yacu igihe duheruka ino. Baratujyanye hamwe n'indogobe zacu ngo batwiroheho, batugirire nabi, tubabere abacakara.»

19 Nuko begera cya gisonga cya Yozefu, bageze ku muryango iwe baravuga bati

20 «Shobuja, mbere twaramanutse tuje guhaha;

21 tugeze ku icumbi, duhambura imifuka yacu, umuntu wese asanga feza ze ziri hejuru y'ingano. Izo feza zacu dusanga zingana uko zanganaga, none turazigaruye,

22 kandi tuzanye izindi feza zo guhaha. Nta bwo tuzi uwashubije feza za mbere mu mifuka yacu.»

23 Arabasubiza ati «Mushyitse umutima mu nda, ntimugire ubwoba. Imana yanyu, Imana ya so yashyize ubukungu mu mifuka yanyu. Feza zanyu nari nazibonye.» Nuko asohora Simewoni, aramubazanira.

24 Nuko uwo mugabo abinjiza mu nzu ya Yozefu, abahereza amazi, boga ibirenge, aha ubwatsi indogobe zabo.

25 Begeranya amaturo kugira ngo Yozefu naza ku manywa bayamuture, kuko bari bumvise ko bari buze kuhasangirira.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

26 Yozefu yinjira mu nzu, bamutura amaturo bari bafite. Hanyuma bamuramutsa bubitse umutwe ku butaka.

27 Yozefu ababaza uko bameze. Arongera ati «So, wa musaza mwavugaga, aracyariho? Ni muzima?»

28 Baramusubiza bati «Data, umugaragu wawe, aracyariho; ni muzima.» Hanyuma barapfukama baramwunamira.

29 Yozefu yubura amaso abona Benyamini murumuna we, mwene nyina. Arababaza ati «Uyu ni we murumuna wanyu w'umuhererezi mwambwiye?» Hanyuma ati «Imana ikugirire ubuntu, mwana wanjye.»

30 Nuko Yozefu amaze kubona murumuna we, agira ikiniga, asohoka vuba vuba, yinjira mu cyumba cye, araturika ararira.

31 Amaze kwiyuha amarira, aragaruka, arikomeza, maze aravuga ati «Nimuhereze ibyo gufungura.»

32 Bamuhereza ukwe, babahereza ukwabo. Abanyamisiri basangiraga na Yozefu babahereza ukwabo; ntibashoboraga gusangira n'Abahebureyi: kuri bo ryaba ari ishyano mu Misiri.

33 Babicaza imbere ye, umukuru mu mwanya w'ubukuru bwe, umuhererezi mu mwanya w'ubuhererezi: bararebana baratangara.

34 Yozefu ategeka ko babaha ku biryo byari imbere ye. Igaburo rya Benyamini barikuba incuro eshanu. Baranywa baranezerwa, hamwe na we.

## Intangiriro 44

### Benyamini bamurega ko yibye

1 Hanyuma Yozefu ategeka igisonga cye, ati «Uzuza ingano mu mifuka ya bariya bantu, uko bashobora kuyikorera; hanyuma hejuru mu mufuka wa buri wese ushyiremo feza ze.

2 Byongeye, hejuru mu mufuka w'umuhererezi ushyiremo inkongoro yanjye ya feza, uyishyiranemo n'ikiguzi cy'ingano ze.» Nuko abigenza uko Yozefu yari yabivuze.

3 Igitondo gitangaje, bohereza abo bantu n'indogobe zabo.

4 Bakiva mu mugi kandi bataragera kure, Yozefu abwira igisonga cye, ati «Haguruka, wiruke ukurikire bariya bantu, ubafate, maze ubabwire uti 'Kuki mwitura inabi ineza?

5 Mbese icyo mwibye si inkongoro databuja anywesha, kandi akayikoresha aragura. Mwagize nabi rwose.'»

6 Nuko uwo mugabo amaze kubafata, ababwira ayo magambo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7Baramusubiza bati «Kuki databuja yavuga atyo? Ntibikabe yuko abagaragu bawe bakora ikintu kimeze gityo!

8Twakugaruriye feza twasanze mu mifuka yacu y'ingano, tuzikugarurira tuzikuye mu gihugu cya Kanahani; bishoboka bite ko twakwiba mu nzu ya shobuja feza cyangwa zahabu?

9Uwo mu bagaragu bawe basangana icyo kintu bamwice! Natwe ubwacu duhinduke abacakara ba databuja!»

10Arabasubiza ati «Ngaho rero, nibibe uko mwabivuze. Uwo dusangana icyo kintu araba umucakara wanjye, naho mwebwe mube abere.»

11Ako kanya buri muntu ashyira hasi umufuka we w'ingano arawufungura.

12Uwo Munyamisiri atangira gusaka ahereye ku uw'imfura, aherukira ku muhererezi; basanga inkongoro mu mufuka wa Benyamini.

13Nuko bashishimura imyambaro yabo; bongera guhekesha imitwaro indogobe zabo, buri muntu yongera gukorera indogobe ye, bagaruka mu mugi.

**Yuda yemera kwitangaho incungu ya Benyamini**

14Yuda na bene se bageze kwa Yozefu, na we yari agihari, bikubita hasi imbere ye.

15Yozefu arabatonganya, ati «Mwakoze ibiki? Ntimwari muzi ko umuntu nkanjye aragura?»

16Nuko Yuda aramusubiza ati «Twabwira iki se databuja? Twavuga iki? Twiregure dute? Ni Imana yagaragaje icyaha cy'abagaragu bawe. Dore turi abacakara ba databuja, twese n'uwo basanganye inkongoro.»

17Maze ariko Yozefu arabasubiza ati «Gukora ntyo ntibikambeho; umuntu bafatanye inkongoro yanjye ni we uzambera umucakara, naho mwe nimutahe kwa so amahoro.»

18Nuko Yuda aramwegera, maze aravuga ati «Nyamuneka, shobuja, ndakwinginze ngo wemerere umugaragu wawe agire icyo abwira databuja. Wirakarira umugaragu wawe, n'ubwo uri nka Farawo ubwe.

19Databuja ubwe yari yabajije abagaragu be, ati 'Mbese muracyafite so n'umuvandimwe wundi?'

20Nuko dusubiza databuja, tuti 'Dufite umukambwe n'agahererezi yabyaye mu busaza bwe; uwo bava inda imwe we yarapfuye. Nta mwene nyina wundi asigaranye kandi data aramukunda.'

21Hanyuma wabwiye abagaragu bawe, uti 'Muzamunzanire murebe'.

22Dusubiza databuja, tuti 'Uwo mwana ntashobora kuva iruhande rwa se; aramutse


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ahavuye, se yapfa.’

23Nawe urakomeza ubwira abagaragu bawe, uti ’Umuhererezi wanyu natamanukana namwe, ntimuzongera kumbona.’

24Igihe rero dusubiye kwa data, umugaragu wawe, twamushyikirije ubutumwa bwa databuja.

25Hanyuma data atubwiye ati ’Nimusubireyo, mujye kuduhahira’,

26turamusubiza tuti ’Nta bwo dushobora kumanuka. Icyakora turi kumwe n’umuhererezi wacu, twakwemera tukagenda, naho ubundi ntitwabonana n’uwo muntu, tutari kumwe n’umuhererezi wacu.’

27Nuko umugaragu wawe, data, aratubwira ati ’Muzi ko umugore wanjye twabyaranye abana babiri gusa.

28Umwe naramubuze, hanyuma ndavuga nti: nta kabuza yatanyagujwe n’inyamaswa! Kandi kugeza ubu sindongera kumubona.

29None mwongeye kuntwara n’uyu nguyu! Naramuka agize ibyago, muzatuma imvi zanjye zimanukana ishavu ikuzimu.’

30None ubu ningera imbere y’umugaragu wawe, ari we data, ntari kumwe n’umwana, akabona ntagarukanye umwana umutima we wiziritseho, arahita apfa!

31Ubwo rero, abagaragu bawe bazaba bamanuranye ishavu imvi z’umugaragu wawe, data, ikuzimu.

32Menya ko jyewe, umugaragu wawe, nishingiye uyu mwana imbere ya se, ngira nti ’Niba ntamukugaruriye nzaba ngukoreye icyaha nzagumana iteka’.

33Noneho emera ko jyewe, umugaragu wawe, nsigara aha, mbe umucakara wa databuja, mu cyimbo cy’umwana, naho we ajyane na bene se!

34Rwose nshobora nte gutunguka imbere ya data ntari hamwe n’umwana? Sinkabone ibyago bizagwira data!»

## Intangiriro 45

### Yozefu abibwira

1Nuko Yozefu ananirwa kwitsinda imbere y’abo bari kumwe bose, arangurura ijwi, ati «Nimusohore abantu bose bambise.» Nuko ntihagira usigara iruhande rwe, igihe Yozefu yibwiraga bene se.

2Maze araboroga arira, nuko Abanyamisiri baramwumva, ndetse n’abo mu ngoro ya Farawo.

3Yozefu abwira bene se, ati «Ndi Yozefu! Data aracyariho?» Nuko bene se ntibashobora kumusubiza, kuko badagadwaga imbere ye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Maze Yozefu abwira bene se ati «Nimwigire hino.» Nuko baramwegera. Aravuga ati «Ndi Yozefu umuvandimwe wanyu mwaguze mu Misiri.

5Noneho nimushire agahinda, kandi mwibabazwa n'uko mwangurishije hano. Ni Imana yanyohereje imbere yanyu kugira ngo ndamire ubuzima bwanyu.

6Koko kandi dore inzara imaze imyaka ibiri mu gihugu, kandi hasigaye imyaka itanu batazahinga, ntibasarure.

7Imana yanyohereje imbere yanyu, kugira ngo mbahunikire ibiryo mu gihugu, mushobore kubaho, irokore ityo benshi muri mwe.

8Maze rero nta bwo ari mwe mwanyohereje hano, ni Imana kandi yangize nka se wa Farawo, ingira umuyobozi w'urugo rwe rwose, n'umutware w'igihugu cyose cya Misiri.

9Ngaho nimwihute muzamuke, musange data, maze mumubwire muti 'Dore uko umwana wawe Yozefu avuze: Imana yangize umutware wa Misiri yose, manuka unsange udatinze.

10Uzatura mu gihugu cya Gosheni kandi uzaba hafi yanjye, wowe ubwawe, abana bawe, abuzukuru bawe, umukumbi n'amashyo yawe, n'ibyo utunze byose.

11Ni ho nzaguteganyiriza ibizagutunga, byatuma udakena, wowe n'urugo rwawe, n'abawe bose, kuko inzara ishigaje imyaka itanu.'

12Namwe murareba, kandi na mwene mama Benyamini arirebera ko ari jyewe ubwanjye ubibwirira.

13Muzabwire data ikuzo ryose mfite mu Misiri, n'ibyo mwabonye byose, kandi muzihutire kumanukana data hano.»

## Yakobo atumizwa ngo aze mu Misiri

14Maze Yozefu agwa mu nda ya mwene nyina Benyamini, asuka amarira. Benyamini na we ararira bahoberana.

15Ahobera na bene se arira, hanyuma bene se baganira na we.

16Inkuru igera mu ngoro ya Farawo ngo: Bene se wa Yozefu baje. Nuko Farawo n'abagaba be babyakira neza.

17Farawo abwira Yozefu, ati «Bwira abo muva inda imwe, uti 'Nimugenze mutya: nimwihutishe indogobe zanyu, musubire mu gihugu cya Kanahani;

18muzagarukane na so n'umuryango wanyu maze munsange. Nzabaha ameza mu masambu yo mu Misiri, maze muzatungwe n'ibyiza by'igihugu.'

19Naho wowe, ubategeke uti 'Dore uko muzabigenza: Muzajyane amagare yo mu Misiri kugira ngo abahekere abana n'abagore, na so, hanyuma muze.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

20Ntimuzicuze ibyo muzasiga, kuko ibyiza byose byo mu Misiri bizaba ari ibyanyu.'»

21Bene Israheli babigenza batyo. Yozefu abaha amagare, abahambirira n'impamba, uko Farawo yabitegetse.

22Aha buri muntu muri bo, umwenda w'umurimbo, naho Benyamini amuha amasikeli ya feza magana atatu, n'imyenda itanu y'umurimbo.

23Na se amwoherereza indogobe cumi zikoreye ibyiza byo mu Misiri, hamwe n'indogobe cumi z'ingore bari bakoreye ingano, n'imigati n'impamba yari yageneye se.

24Nuko asezera kuri bene se, ariko abanje kubihanangiriza, ati «Muramenye ntimutonganire mu nzira.»

25Nuko bava mu Misiri, bagera mu gihugu cya Kanahani, kwa se Yakobo.

26Baramubwira bati «Yozefu aracyariho, ndetse ni na we mutware wa Misiri yose!» Maze ariko umutima wa Yakobo urakakara, ntiyabemera.

27Nyamara bamaze gusubira mu magambo yose Yozefu yari yababwiye, amaze no kubona amagare Yozefu yari yamwoherereje kugira ngo amuzane, Yakobo arahembuka.

28Nuko Israheli aravuga ati «Nimurekere aho! Noneho nemeye ko Yozefu umwana wanjye akiriho ! Reka njye kumureba, ntarapfa.»

## Intangiriro 46

### Yakobo abona umuhungu we Yozefu

1Israheli ashyira nzira, ajyana ibyo yari atunze byose. Ageze i Berisheba, atura ibitambo Imana ya se Izaki.

2Nuko Imana ibwira Israheli imubonekeye nijoro mu nzozi, iti «Yakobo, Yakobo». Na we arasubiza ati «Ndi hano».

3Iramubwira iti «Ndi Imana, Imana ya so. Witinya kujya mu Misiri, kuko nzahakugirira umuryango ukomeye.

4Nzamanukana nawe mu Misiri; byongeye kandi, ni jye uzakuzamurayo. Kandi Yozefu ni we uzahumbya amaso yawe.»

5Yakobo ava i Berisheba. Nuko abahungu ba Israheli bashyira se, abana babo, n'abagore babo ku magare Farawo yari yohereje ngo abazane.

6Bajyana imikumbi yabo n'ibyo bari barungukiye mu gihugu cya Kanahani byose. Nuko Yakobo agenda yerekeza mu Misiri, hamwe n'urubyaro rwe rwose.

7Abahungu be n'abakobwa be, n'abana babo bose, mbese urubyaro rwe rwose,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

abajyana mu Misiri.

8Dore amazina y'abahungu ba Israheli, ari we Yakobo, uko bagiye mu Misiri. Rubeni, imfura ya Yakobo.

9Bene Rubeni ni Hanoki, Palu, Hesironi na Karumi.

10Bene Simewoni ni Yemuweli, Yamini, Ohadi, Yakini, Sohari, na Sawuli, umuhungu w'Umukanahanikazi.

11Bene Levi ni Gerishoni, Kehati na Merari.

12Bene Yuda ni Eri, Onani, Shela, Pereshi na Zera. Ariko Eri na Onani bari baraguye mu gihugu cya Kanahani. Bene Pereshi ni Hesironi na Hamuli.

13Bene Isakari ni Tola, Puwa, Yobu na Shimeroni.

14Bene Zabuloni ni Seredi, Eloni na Yahuleyeli.

15Abo ni bo bahungu Leya yabyariye Yakobo mu kibaya cya Aramu; yamubyariye kandi n'umukobwa Dina. Bose hamwe, abahungu n'abakobwa bari mirongo itatu na batatu.

16Bene Gadi ni Sifiyoni, Hagi, Shuni, Esiboni, Eri, Arodi na Areli.

17Bene Asheri ni Yimuna, Yishiwa, Yishiwi, Beriya na mushiki wabo Sera. Bene Beriya ni Heberi na Malikiyeli.

18Abo ni bo bahungu ba Zilipa, umuja Labani yari yarahaye umukobwa we Leya. Abo ni bo yabyariye Yakobo, abantu cumi na batandatu.

19Abana ba Rasheli muka Yakobo ni Yozefu na Benyamini.

20Yozefu yabyariye mu Misiri Manase na Efurayimu, ababyarana na Asinata, umukobwa wa Poti-Fera, umuherezabitambo wo mu mugi witwa Oni.

21Bene Benyamini ni Bela, Bekeri, Ashibeli, Gera, Nahamani, Ehi, Roshi, Mupimu, Hupimu na Aridi.

22Abo ni bo bahungu Rasheli yabyariye Yakobo; bose hamwe ni abantu cumi na bane.

23Mwene Dani ni Hushimu.

24Bene Nefutali ni Yahiceli, Guni, Yezeri na Shilemu.

25Abo ni bo bana ba Biliha, umuja Labani yari yarahaye umukobwa we Rasheli. Abo ni bo yabyariye Yakobo, abantu barindwi.

26Abantu bose bo mu muryango wa Yakobo bamukomokaho, basuhukiye mu Misiri, abagore b'abahungu ba Yakobo batabariwemo, bari mirongo itandatu na batandatu.

27Abahungu Yozefu yabyariye mu Misiri bari babiri. Umubare w'abantu bose bo mu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nzu ya Yakobo bagiye mu Misiri bari mirongo irindwi.

28Yakobo atuma Yuda kuri Yozefu ngo bahurire muri Gosheni. Nuko bagera mu gihugu cya Gosheni.

29Yozefu ateguza igare rye, maze ajya gusanganira se Israheli muri Gosheni. Akimubona, aherako amugwa mu nda, ararira, bishyira kera amuhobera.

30Israheli abwira Yozefu, ati «Noneho n'aho napfa nta cyo bitwaye, ubwo maze kukubona ukaba ukiriho.»

### Yakobo atura mu Misiri

31Nuko Yozefu abwira abavandimwe be n'umuryango wa se, ati «Ngiye kubimenyesha Farawo, maze mubwire nti 'Abavandimwe banjye n'inzu ya data bari batuye mu gihugu cya Kanahani baje bansanga.

32Abo bantu ni abashumba, borora amatungo. Bazanye imikumbi n'amashyo yabo n'ibiri ibyabo byose.'

33Bityo Farawo nabahamagara akababaza, ati 'Umwuga wanyu ni uwuhe?'

34muze kumusubiza, muti

'Abagaragu bawe turi abashumba kuva mu buto bwacu kugeza ubu, twebwe ubwacu kimwe na ba sogokuru bacu.' Bityo muzashobora gutura mu gihugu cya Gosheni, kuko Abanyamisiri bazira uwitwa umushumba wese.»

## Intangiriro 47

1Nuko Yozefu ajya kubimenyesha Farawo, ati «Data n'abo tuva inda imwe baje bava mu gihugu cya Kanahani bazanye imikumbi n'amashyo yabo, n'ibyo batunze byose. Ubu bari mu karere ka Gosheni.»

2Yozefu yari yajyanye na bene se batanu, abasohoza kwa Farawo.

3Nuko Farawo abaza abo bavandimwe ba Yozefu, ati «Umwuga wanyu ni uwuhe?» Baramusubiza bati «Abagaragu bawe turi abashumba, twe kimwe n'abasokuru.»

4Babwira kandi Farawo, bati «Twasuhukiye muri iki gihugu, kuko amashyo y'abagaragu bawe yabuze urwuri. Inzara iraca ibintu mu gihugu cya Kanahani, none turagusaba ngo wemerere abagaragu bawe gutura mu karere ka Gosheni.»

5Nuko Farawo abwira Yozefu, ati «So n'abavandimwe bawe bagusanze.

6Igihugu cya Misiri ni icyawe: uhe so n'abavandimwe bawe ahantu harusha ahandi kuba heza. Nibature muri Gosheni. Kandi niba hari abo uzi muri bo babishoboye, ubagire abashumba b'amashyo yanjye.»

7Yozefu yinjiza se Yakobo, amushyikiriza Farawo; nuko Yakobo asuhuza Farawo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8Farawo abaza Yakobo, ati «Umaze imyaka ingahe?»

9Nuko Yakobo asubiza Farawo, ati «Imyaka maze ngenda ni ijana na mirongo itatu. Iyo myaka yanjye ni mike, kandi nayigizemo ingorane, nta n'ubwo igeze ku myaka ba sokuruza bamaraga mu ngendo zabo.»

10Yakobo asezera kuri Farawo, arikubura aragenda.

11Yozefu atuza se na bene se, abakebera isambu mu karere ka Ramusesi, aharusha ahandi kuba heza muri Misiri yose, uko Farawo yari yabitegetse.

12Yozefu agenera se ibizamutunga, abigenera bene se n'inzu ya se yose, akurikije uko abantu banganaga.

### Inzara yiyongera mu Misiri no muri Kanahani

13Mu gihugu hose bari babuze icyo barya, kuko inzara yacaga ibintu, bigatuma rubanda bahondobera mu Misiri yose no mu gihugu cya Kanahani.

14Yozefu akoranya feza zose zari mu gihugu cya Misiri n'izavaga mu gihugu cya Kanahani, izo bahahishaga ingano, azohereza mu ngoro ya Farawo.

15Feza zose zari mu Misiri n'izari mu gihugu cya Kanahani zimaze gushira, Abanyamisiri bose basanga Yozefu, baramubwira bati «Duhe icyo kurya! Ese tukugwe mu maso, kuko nta feza tugifite?»

16Nuko Yozefu arababwira ati «Munzanire amatungo yanyu. Niba nta feza mugifite ibyo kurya ndabibaguranira, mumpe amatungo yanyu.»

17Bazanira Yozefu amatungo yabo, na we abaha ibyo kurya, akurikije ikiguzi cy'amafarasi, intama, ihene, inka n'indogobe. Abaha ibyo kurya uwo mwaka wose, abiguranye amatungo yabo.

18Umwaka urashira; ukurikiyeho barongera baramusanga baramubwira, bati «Nta cyo dushobora guhisha databuja: rwose feza zadushizeho, kandi amashyo yacu yose yabaye aya databuja. Nta cyo dusigaranye twazanira databuja, keretse twebwe ubwacu n'ubutaka bwacu.

19Ese tukugwe mu maso? Ubutaka bwacu nta cyo bukitumariye. Tugure twe n'ubutaka bwacu; uduhe icyo kurya, twe n'ubutaka bwacu tuzaba imbata za Farawo. Maze ariko uduhe imbuto, kugira ngo dushobore kubaho, twe gupfa kandi n'ubutaka bwacu bwe kurara.»

20Nguko uko Yozefu yaguriye Farawo ubutaka bwose bwa Misiri: buri Munyamisiri wese yagurishaga umurima we, ku mpamvu y'inzara yari yabatangatanze, nuko igihugu cyose gihinduka icya Farawo.

21Naho rubanda bahinduka abacakara be, kuva ku rubibi rw'igihugu cya Misiri kugera ku rundi.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22Keretse ubutaka bw'abaherezabitambo bwonyine, ni bwo Yozefu ataguze, kuko Farawo yari yaciye iteka riberekeyeho: ngo abaherezabitambo bazajya batungwa n'ibyo Farawo yemeye kubaha. Ni cyo cyatumye batagurisha ubutaka bwabo.

23Hanyuma Yozefu abwira rubanda, ati «Noneho ubu narabaguze, mwe n'ubutaka bwanyu muri aba Farawo. Muzahabwa imbuto kugira ngo muhinge ubutaka bwanyu.

24Ariko mu byo muzasarura, muzagomba kujya muha Farawo umugabane wa gatanu, naho indi migabane uko ari ine ibe iyanyu, muyikuremo imbuto n'ibibatunga, mwe, imiryango yanyu, n'abana banyu.

25Baramusubiza, bati «Waramiye ubuzima bwacu. Dupfa gusa kugira ubutoni kuri databuja, tuzaba abacakara ba Farawo.»

26Kubera ibyo, Yozefu ashyirishaho itegeko rigenga ubutaka bwa Misiri kugeza na magingo aya: umugabane wa gatanu uhabwa Farawo, keretse ubutaka bw'abaherezabitambo, ni bwo butabaye ubwa Farawo.

### Yakobo asaba guhambwa hamwe n'abasokuruza be

27Israheli atura mu Misiri mu karere ka Gosheni. Abayisraheli bungukirayo ibintu, barororoka, baba benshi cyane.

28Yakobo amara imyaka cumi n'irindwi mu gihugu cya Misiri; iminsi yose Yakobo yabayeho, ni imyaka ijana na mirongo ine n'irindwi.

29Israheli yumvise ko igihe cye cyo gupfa kigeze, ahamagara umwana we Yozefu, aramubwira ati «Niba unkunda koko, shyira ikiganza cyawe mu nsi y'ikibero cyanjye, ungirire ubuntu n'ubudahemuka, unsezeranire ko utazampamba mu Misiri.

30Nimara gusanga ba sokuruza, uzamvane mu Misiri maze umpambe mu mva yabo.» Aramusubiza ati «Nzabigenza uko uvuze.»

31Maze ariko Yakobo abikomeraho, ati «Ndahira!» Yozefu aramurahira, nuko Israheli yunama ku musego, amushimira.

## Intangiriro 48

### Yakobo aha umugisha abahungu bombi ba Yozefu

1Ibyo bimaze kuba, baza kubwira Yozefu, bati «So ararwaye.» Nuko ajyana abahungu be bombi, Manase na Efurayimu.

2Babwiye Yakobo, bati «Dore umwana wawe Yozefu yaje kukureba», Israheli arihangana, yicara ku buriri.

3Yakobo abwira Yozefu, ati «Imana Nyir'ububasha yambonekeye i Luzi mu gihugu cya Kanahani. Yampaye umugisha,

4maze irambwira, iti 'Nzaguha kororoka no kugwira, nzaguhindura imbaga

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

y'imiryango. Kandi iki gihugu nzagiha urubyaro rwawe, kibe ubukonde iteka ryose.'

5None rero, abahungu bombi wabyariye mu Misiri, mbere yuko ngusanga mu Misiri, ni abanjye. Efurayimu na Manase bazaba abanjye kimwe na Rubeni na Simewoni.

6Naho abana wakurikijeho bazaba abawe; bazahabwa umurage wabo babikesheje bakuru babo.

7Igihe navaga mu kibaya cya Aramu, nababajwe no gupfusha nyoko Rasheli mu gihugu cya Kanahani, dushigaje gato ngo tugere Efurata. Ni ho namuhambye, iruhande rw'inzira igana Efurata, ari yo Betelehemu.»

8Israheli abona abahungu bombi ba Yozefu, maze arabaza ati «Abo ni ba nde?»

9Yozefu asubiza se, ati «Ni abahungu Imana yampereye ino.» Na we aramubwira ati «Banyegereze mbahe umugisha.»

10Ubusaza bwari bwaratumye Israheli ahuma amaso, ntiyari akibona. Yozefu arabamwegereza, undi arabasoma, arabahobera.

11Nuko Israheli abwira Yozefu, ati «Nta bwo nari ngifite icyizere cyo kukubona, nyamara dore Imana impaye no kubona none urubyaro rwawe!»

12Yozefu abavana ku bibero bya se, maze aramwunamira.

13Yozefu afata abahungu be bombi; Efurayimu amufatisha ukuboko kwe kw'iburyo kugira ngo abe ibumoso bw'Israheli, Manase amufatisha ukw'ibumoso kugira ngo abe iburyo bw'Israheli. Nuko arabamwegereza.

14Nyamara ariko Israheli aramburira ukuboko kwe kw'iburyo ku mutwe wa Efurayimu wari umuhererezi, aramburira ukuboko kwe kw'ibumoso ku mutwe wa Manase, anyuranyije amaboko. Manase ni we wari imfura.

15Aha Yozefu umugisha, agira ati «Imana ba sogokuru Abrahamu na Izaki bagenze imbere, Imana yandagiye mu buzima bwanjye bwose kugeza ubu,

16ikaba ari yo Mumalayika wandinze ibibi byose, nihe aba bahungu umugisha. Maze kubera bo, izina ryanjye risingizwe, kimwe n'aya ba sogokuru Abrahamu na Izaki. Aba bana bazagwire, bakwire igihugu!»

17Yozefu abonye ko se yari yashyize ikiganza cy'iburyo ku mutwe wa Efurayimu, biramubabaza. Afata ikiganza cya se kugira ngo agikure ku mutwe wa Efurayimu, agishyire ku mutwe wa Manase.

18Ati «Data, wibigenza utyo, kuko uyu ari we mfura. Shyira ikiganza cyawe cy'iburyo ku mutwe we.»

19Se ariko aranga, ati «Ndabizi, mwana wanjye, ndabizi. Na we azahinduka umuryango, na we azaba igihangange. Nyamara murumuna we azamurusha kuba igihangange, urubyaro rwe ruzaba imiryango myinshi.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

20Nuko uwo munsi abaha umugisha, avuga ati «Dore uko muri Israheli bazifurizanya
umugisha: bazavuga bati ’Imana irakakugira nka Efurayimu na Manase.’» Ashyira
atyo Efurayimu imbere ya Manase.

21Hanyuma Israheli abwira Yozefu, ati «Dore ngiye gupfa, ariko Imana izabana
namwe kandi izabasubiza mu gihugu cy’abasokuru.

22Byongeye, nkuraze umugabane usumba uwa bene so, ari wo Sikemu nanyaze
Abahemori, nyibanyagisha inkota n’umuheto.»

## Intangiriro 49

### Yakobo aha umugisha abahungu be, uko ari cumi na babiri

1Yakobo ahamagaza abana be, maze arababwira ati «Nimuterane, mbamenyeshe
ibizababaho mu bihe bizaza.

2Nimwegerane mwumve, bana ba Yakobo, mwumve so Israheli.

3Rubeni, uri imfura yanjye, imbaraga zanjye, umuganura w’ingufu zanjye. Wuzuye
ishema n’ububasha.

4Wisumagira nk’amazi yo mu isumo! Kuko wuriye uburiri bwa so, ukanduza
uburyamo bwanjye.

5Simewoni na Levi ni abavandimwe, inkota zabo zifatanya mu bwicanyi.

6Umutima wanjye ntukajye mu migambi yabo, sinkifatanye n’amateraniro yabo;
kuko bishe abantu mu burakari bwabo, maze mu burahuke bwabo bagatema ibitsi
by’amapfizi!

7Burakavumwa uburakari bwabo bukaze, n’umujinya wabo ukabije! Nzabavangura
muri Yakobo, mbanyanyagize muri Israheli.

8Yuda , woweho abo muva inda imwe bazagusingiza. Ukuboko kwawe gutsikamiye
ijosi ry’abanzi bawe, na bene so bazagupfukamira.

9Yuda, uri nk’icyana cy’intare, mwana wanjye, uzamutse uvuye ku rugamba! Yaciye
bugufi, abunda nk’intare, kandi nk’intare y’ingore, ni nde wamutsimbura?

10Inkoni y’ubwami ntizatirimuka mwa Yuda, n’inkoni y’ubutware ntizajya kure
y’ibirenge bye, kugeza igihe Uwo igenewe azazira, Uwo amahanga azayoboka.

11Azirika ku muzabibu indogobe ye, ku ishami ryawo umutavu w’indogobe ye
y’ingore. Amesa umwambaro we muri divayi, n’igishura cye mu mutuku
w’imizabibu.

12Amaso ye yatukujwe na divayi, n’amenyo ye yezwa n’amata.

13Zabuloni azatura ku nkombe y’inyanja, ku cyambu cy’amato, Sidoni bazagabana


© 2012, Bible Society of Rwanda.

imbibi.

14Isakari ni indogobe ikomeye, iryamye mu nzitiro rwagati.

15Yumvise uko kuruhuka ari byiza, kandi abona ko igihugu gihimbaje, maze atega umugongo ngo bamukorere, yemera imirimo y'uburetwa.

16Dani azaca imanza mu muryango we, nk'uko indi miryango ya Israheli ibigenza.

17Dani arabe inzoka mu muhanda, impiri mu kayira, iruma ifarasi ku gitsi, maze uwo yari ihetse agacuranguka.

18Uhoraho, niringiye agakiza kawe!

19Gadi, abambuzi baramwambura, na we akambura abasigaye inyuma.

20Asheri agira ibyo kurya binuze, akagabura ibyo kurya bikwiye umwami.

21Nefutali ni imparakazi yiruka cyane, ikabyara ibyana biteye ubwuzu.

22Yozefu ni urugemwe rushinze hafi y'isoko idudubiza, amashami yarwo akarenga hejuru y'urukuta rw'urugo.

23Abarashi baramugondoje, bamurasa bamusagariye.

24Ariko umuheto we ntiwavunwe, n'amaboko ye yagumanye umurego, abikesheje ikiganza cy'Imana, Nyir'ubutwari ya Yakobo, n'izina ry'Umushumba n'Urutare bya Israheli,

25abikesheje Imana, Imana ya so, ihora igufasha, na Nyir'ububasha uguha umugisha! Imigisha y'ijuru mu kirere, imigisha y'inyenga ibundikiye ikuzimu, imigisha y'amabere n'iy'inda ibyara!

26Dore imigisha ya so isumba imigisha y'imisozi yahozeho n'ibyifuzo by'imirambi ya kera: irakoranire ku mutwe wa Yozefu, ku ruhanga rw'uwagizwe indatwa mu bavandimwe be.

27Benyamini ni ikirura gitanyagura, mu gitondo aconshomera icyo yishe, nimugoroba akagabagabanya iminyago.»

### Urupfu rwa Yakobo

28Abo bose ni bo bagize imiryango cumi n'ibiri ya Israheli. Kandi ngibyo ibyo se yababwiye. Yabahaye umugisha; aha buri muryango umugisha uwukwiriye.

29Nuko arabategeka, ati «Ngiye gusanga abanjye; muzampambe hamwe na ba sokuru, mu buvumo buri mu murima wa Efuroni w'Umuheti.

30Ubwo buvumo buba mu murima w'i Makipela, ahareba i Mambure, mu gihugu cya Kanahani. Abrahamu yawuguze na Efuroni w'Umuheti ngo ube ubukonde, bajye bawuhambamo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

31 Aho ni ho Abrahamu n’umugore we Sara bahambwe, ni ho Izaki n’umugore we Rebeka bahambwe; ni na ho nahambye Leya.

32 Uwo murima n’ubuvumo buwurimo byaguzwe kuri bene Heti.»

33 Yakobo amaze guha ayo mategeko abana be, asubiza amaguru ku buriri, arapfa, asanga abe.

## Intangiriro 50

### Ihambwa rya Yakobo

1 Nuko Yozefu yubama ku ruhanga rwa se, arusukaho amarira, kandi ararusoma.

2 Nyuma Yozefu ategeka abaganga be kosa umurambo wa se, maze abo baganga bosa umurambo wa Israheli.

3 Ibyo bimara iminsi mirongo ine yose, kuko bosaga iminsi ingana ityo. Abanyamisiri bamuririra iminsi mirongo irindwi.

4 Igihe cyo kurira kirangiye, Yozefu abwira abo mu ngoro ya Farawo, ati «Niba mbafiteho ubucuti, nimugende mubwire farawo, muti

5 ’Data yandahije agira ati: Ngiye gupfa, mfite imva nicukuriye mu gihugu cya Kanahani; ni ho uzampamba.’ Undeke ngende njye guhamba data, nzagaruka.»

6 Farawo arasubiza ati «Genda, uhambe so uko yabikurahije.»

7 Yozefu ajya guhamba se. Agenda aherekejwe n’abagaba ba Farawo bose, n’abanyacyubahiro bo mu ngoro ye, n’abanyacyubahiro bo mu gihugu cyose cya Misiri.

8 Bazamukana n’umuryango wa Yozefu wose, na bene se, n’umuryango wa se. Mu karere ka Gosheni bahasiga gusa abana, imikumbi n’amashyo.

9 Bajyana n’amagare n’abahetswe n’amafarasi, mbese bagiye ari ikivunge.

10 Bageze i Goreni-ha-Atadi, hakurya ya Yorudani, bahacurira umuborogo mwinshi kandi ukomeye. Naho Yozefu yiraburira se iminsi irindwi.

11 Bene igihugu, Abakanahani, babonye iyo mihango yo kwirabura yaberaga i Goreni-ha-Atadi, baravuga bati «Dore ukwirabura gukomeye kw’Abanyamisiri.» Ngiyo impamvu yatumye bita aho hantu Abeli-Misirayimu (bisobanura ngo ’Ukwirabura kwa Misiri’); ni hakurya ya Yorudani.

12 Abahungu ba Yakobo bamugenzereza uko yari yababwiye.

13 Bamujyana mu gihugu cya Kanahani, bamuhamba mu buvumo buri mu murima w’i Makipela, Abrahamu yari yaraguze na Efuroni w’Umuheti, ngo ube ubukonde bwo guhambamo, ahareba i Mambure.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14Amaze guhamba se, Yozefu asubira mu Misiri hamwe na bene se n'abari bajyanye na we gutabara.

### Iminsi ya nyuma y'ubuzima bwa Yozefu

15Bene se wa Yozefu babonye se amaze gupfa, barabwirana bati «None Yozefu yatwanga akatwitura inabi twamugiriye?»

16Ni ko gutuma kuri Yozefu, bati «Mbere yo gupfa, so yaradutegetse ngo

17muzabwire Yozefu muti 'Nyabuneka, babarira bene so igicumuro n'icyaha bakoze. Ni koko, bakugiriye nabi bitavugwa! None, nyabuneka, babarira igicumuro cy'abagaragu b'Imana ya so.'» Nuko Yozefu arizwa n'ayo magambo bamubwiye.

18Bene se na bo ubwabo bariyizira, bikubita hasi imbere ye, baramubwira bati «Dore turi abacakara bawe!»

19Yozefu arabasubiza ati «Nimushyitse umutima mu nda. Mbese murakeka ko ngiye kwishyira mu cyimbo cy'Imana?

20Inabi mwari mwangiriye, Imana yayihinduyemo ibyiza, kugira ngo imbaga nyamwinshi irokoke, uko mubiruzi none.

21Maze noneho nimushyitse umutima mu nda! Nzabatunga, mwebwe n'abana muri kumwe.» Arabahumuriza, kandi ababwirana umutima utaryarya.

22Nuko Yozefu n'umuryango wa se batura mu Misiri. Yozefu aramba imyaka ijana n'icumi,

23abona abuzukuruza bavuka kuri Efurayimu, ndetse abahungu ba Makiri mwene Manase bavukira ku bibero bye.

24Yozefu abwira bene se, ati «Dore ngiye gupfa ariko Imana izabatabara maze ibakure muri iki gihugu, ibajyane mu gihugu yasezeranyije indahiro Abrahamu, Izaki, na Yakobo.»

25Nuko Yozefu arahiza bene Israheli, ati «Umunsi Imana yabatabaye muzajyane amagufwa yanjye.»

26Yozefu apfa amaze imyaka ijana na cumi. Bosa umurambo, nuko bawushyira mu isanduku yo guhambamo, mu Misiri.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Iyimukamisiri

## Iyimukamisiri 1

### Ubucakara bw'Abayisraheli mu Misiri

1Dore amazina y'abana ba Israheli baje mu Misiri hamwe na Yakobo. Bahageze buri muntu ari kumwe n'urugo rwe.

2Abo ni Rubeni, Simewoni, Levi na Yuda,

3Isakari, Zabuloni na Benyamini;

4Dani na Nefutali; Gadi na Asheri.

5Abantu bakomoka kuri Yakobo bari mirongo irindwi bose hamwe; Yozefu we yari asanzwe atuye mu Misiri.

6Nuko Yozefu arapfa kimwe n'abavandimwe be bose, n'igisekuru cye cyose.

7Abayisraheli barororoka, baragwira, bahinduka ishyano ryose, bagenda bunguka amaboko, kugeza aho buzura igihugu.

8Ubwo mu gihugu cya Misiri haza kwima undi mwami utari waramenye Yozefu.

9Abwira ingabo ze, ati «Dore umuryango w'Abayisraheli uranga ukaturuta ubwinshi, kandi ukaturusha amaboko.

10Nimucyo tuwigire ubwenge, ejo utazarushaho kugwira, maze intambara yatera ukifatanya n'abanzi bacu, ukaturwanya, hanyuma ukazava muri iki gihugu!»

11Ubwo Abanyamisiri bashyiriraho Abayisraheli abategeka b'akazi, kugira ngo babicishe imirimo y'agahato. Ni bwo bubakiye batyo Farawo imigi y'ibihunikwa: uwa Pitomu n'uwa Ramusesi.

12Nyamara uko babakandamizaga, ni ko umubare wabo warushagaho kwiyongera, bagakwira hose. Nuko Abanyamisiri batangira kwanga urunuka Abayisraheli.

13Abanyamisiri bakoresha Abayisraheli by'agahato n'ubugome,

14babatera kuzinukwa ubuzima bwabo ku mpamvu y'uburetwa bukabije: nko gukata ibumba, kubumba amatafari, kuvunwa n'ubuhinzi, n'indi mirimo yose inaniza babagerekagaho ku gahato.

### Farawo atoteza Abayisraheli

15Mu Bahebureyi hari abagore babiri bazi kubyaza, umwe akitwa Shifira, undi akitwa Puwa. Umwami wa Misiri arababwira, ati

16«Igihe muzajya mubyaza abagore b'Abahebureyi, maze mwakwitegereza igitsina cy'umwana mugasanga ari umuhungu, mujye mumwica; naho naba umukobwa, mujye mumureka abeho.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17Ariko abo bagore b'ababyaza batinya Imana; ntibagenza uko umwami wa Misiri
yari yarababwiye, maze abahungu barabareka babaho.

18Umwami wa Misiri ahamagaza abo bagore bazi kubyaza, arabatonganya ati
«Mwabigiriye iki kureka abahungu babaho?»

19Abagore basubiza Farawo, bati «Ni uko abagore b'Abahebureyi batameze
nk'Abanyamisirikazi: ni abanyangufu, maze bakabyara umubyaza atarahagera!»

20Imana igirira neza abo babyaza. Nuko umuryango uriyongera, ugwiza amaboko.

21Abo bagore babiri b'ababyaza, Imana ibahembera ko bayitinye, ibaha urubyaro.

22Ni bwo Farawo ahaye igihugu cye cyose itegeko, agira ati «Umuhungu wese
w'Umuhebureyi uzavuka, mujye mumujugunya mu Ruzi, naho abakobwa bo mujye
mubareka babeho.»

## Iyimukamisiri 2

### Ivuka rya Musa n'ubuto bwe

1Hariho umugabo wo mu nzu ya Levi, ajya kurongora umukobwa wo kwa Levi.

2Uwo mugore arasama, abyara umuhungu. Abonye ko ari mwiza, aramuhisha bimara
amezi atatu.

3Kubera ko yari atagishoboye gukomeza kumuhishahisha, amubohera agatebo
k'urufunzo, agahomesha ubujeni n'amakakama, aryamishamo umwana, maze
amurambika mu rufunzo ku nkombe y'Uruzi.

4Mushiki w'umwana yicara ahitaruye ngo arebe icyaza kumugwirira.

5Nuko rero umukobwa wa Farawo amanuka ku Ruzi ajya koga, naho abaja be
bagendagenda ku nkombe y'Uruzi. Ngo arabukwe ka gaebo mu rufunzo, yohereza
umuja we aragaterura.

6Ngo agapfundure, abonamo akana k'agahungu kariraga. Nuko agira impuhwe,
aravuga ati «Ni umwana w'Abahebureyi we!»

7Ubwo mushiki w'umwana abwira umukobwa wa Farawo, ati «Mbese urashaka ko
njya kugushakira umurezi mu bagore b'Abahebureyi, kugira ngo akonkereze uyu
mwana?»

8Umukobwa wa Farawo aramusubiza ati «Ngaho genda.» Nuko umukobwa ajya
gushaka nyina w'umwana.

9Umukobwa wa Farawo aramubwira ati «Jyana uyu mwana, umunyonkereze,
nzaguhemba.» Umugore atwara umwana, maze akajya amwonsa.

10Amaze gukura, amuzanira umukobwa wa Farawo, nuko amugira umwana we, ati

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

«Mwise Musa , kuko namukuye mu mazi.»

### Musa ahungira mu gihugu cya Madiyani

11Muri icyo gihe, Musa amaze kuba mukuru, ajya gusura bene wabo. Nuko yibonera ubwe imirimo y'agahato yari ibashikamiye, ndetse n'Umunyamisiri wakubitaga Umuhebureyi wo mu bavandimwe be.

12Areba hirya areba hino, maze asanze nta muntu umubona, agira wa Munyamisiri amutsinda aho, amutaba mu musenyi.

13Bukeye yongera gusohoka, abona Abahebureyi babiri barwanaga. Abwira uwarenganyaga undi, ati «Ni iki gituma ukubita mugenzi wawe?»

14Uwo muntu aramusubiza ati «Ni nde wakugize umutware n'umucamanza wacu? Mbese uribwira ko wanyica, nk'uko wishe wa Munyamisiri?» Musa agira ubwoba, aribwira ati «Nta kabuza, byaramenyekanye!»

15Farawo ngo abimenye, ashaka kwica Musa. Ariko Musa ahita ahunga Farawo, acikira mu gihugu cya Madiyani ; yicara iruhande rw'iriba.

16Hariho umuherezabitambo w'i Madiyani wari ufite abakobwa barindwi. Baza kuvoma amazi, buzuza ibibumbiro ngo buhire amatungo ya se.

17Ariko haza kuza abashumba, birukana abo bakobwa. Ubwo Musa arahaguruka, arabatabara; maze yuhira amatungo yabo.

18Igihe basubiye imuhira, se Rehuweli arababaza ati «Ni iki gitumye noneho mubanguka uyu munsi?»

19Baramusubiza bati «Hari Umunyamisiri wadukijije abashumba, ndetse aratudahirira, yuhira amatungo.»

20Rehuweli abaza abakobwa be, ati «Uwo mugabo ari hehe? Ni iki cyatumye mumusiga? Nimumuhamagare, aze tumuhe icyo kurya.»

21Nuko Musa yemera kuguma kwa Rehuweli; Rehuweli amushyingira umukobwa we Sipora.

22Sipora abyara umuhungu, Musa amwita Gerishomu (Umusuhuke ino), kuko yavugaga ati «Ndi umusuhuke mu gihugu cy'amahanga.»

### Imana itora Musa ngo imutume kubohora Abayisraheli

23Hashira imyaka myinshi, nuko umwami wa Misiri arapfa. Abayisraheli baganyira aho bari mu bucakara, baraboroga, maze induru bavugirije mu bucakara irarenga igera ku Mana.

24Imana yumva imiborogo yabo, yibuka Isezerano yagiranye na Abrahamu, Izaki na Yakobo.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

25Imana ireba Abayisraheli, maze imenya (amagorwa barimo)...

## Iyimukamisiri 3

1Musa yari aragiye ubushyo bwa sebukwe Yetero umuherezabitambo w'i Madiyani. Ayobora ubushyo hirya y'ubutayu, maze agera ku musozi w'Imana, i Horebu.

2Nuko Umumalayika w'Uhorahoamubonekera mu kibatsi cy'umuriro waka mu gihuru rwagati. Musa aritegereza, asanga umuriro ugurumana mu gihuru cyose, ariko cyo ntigikongoke.

3Musa aravuga ati «Reka njyeyo ndebe aka kataraboneka, n'impamvu ituma igihuru kidakongoka.»

4Uhoraho abona aje hafi kureba ibyo ari byo. Nuko Imana imuhamagarira mu gihuru rwagati iti «Musa! Musa!» Undi ati «Ndi hano.»

5Nuko Imana iramubwira iti «Wikwegera hano! Ndetse kuramo inkweto zawe, kuko ahantu uhagaze ari ubutaka butagatifu.»

6Irongera iti «Ndi Imana ya so, Imana ya Abrahamu, Imana ya Izaki, Imana ya Yakobo.» Musa yipfuka mu maso, kuko yatinyaga kureba Imana.

7Uhoraho aravuga ati «Amagorwa y'umuryango wanjye uri mu Misiri narayitegereje, kandi imiborogo baterwa n'abakoresha b'imirimo narayumvise, n'imiruho barimo ndayizi.

8Ndamanutse ngo mbagobotore mu maboko y'Abanyamisiri, maze mbavane muri icyo gihugu, mbajyane ku butaka bw'indumbuke kandi bugari, mu gihugu gitemba amata n'ubuki, ahantu hatuwe n'Abakanahani, n'Abaheti, n'Abahemori, n'Abaperezi, n'Abahivi, n'Abayebuzi.

9None ngaha induru y'Abayisraheli yangezeho, maze mbona ukuntu Abanyamisiri babica urupfu rubi.

10Ubu ngubu rero genda: ngutumye kuri Farawo kugira ngo uvane mu Misiri Abayisraheli, umuryango wanjye.»

11Musa abwira Imana, ati «Jyewe ndi nde wo gusanga Farawo no kuvana Abayisraheli mu Misiri?»

12Imana iravuga iti «Ndi kumwe nawe; kandi dore ikizakubera ikimenyetso ko ari jye wagutumye: Numara kuvana umuryango wanjye mu Misiri, muzasengera Imana kuri uyu musozi.»

### Imana ibwira Musa izina ryayo

13Musa abwira Imana, ati «Ngaho rero ningende nsange Abayisraheli, mbabwire ngo 'Imana y'abakurambere banyu yabantumyeho!' Nibambaza ngo izina ryayo ni irihe,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nzabasubiza ngo iki?»

14Nuko Imana ibwira Musa, iti «NDI UHORAHO ». Irongera iti «Uzabwire utyo Abayisraheli, uti ‘UHORAHO ni we ubantumyeho.’»

15Imana yongera kubwira Musa, iti «Uzabwire Abayisraheli uti ’UHORAHO Imana y’abakuramere banyu, Imana ya Abrahamu, Imana ya Izaki, Imana ya Yakobo, yabantumyeho.’ Ngiryo izina ryanjye iteka ryose, nguko uko bazajya banyita banyambaza kuva mu gisekuru kugera mu kindi.

16Genda rero ukoranye abakuru b’imiryango ya Israheli, maze ubabwire uti ‘Uhoraho Imana y’abakurambere banyu, Imana ya Abrahamu, Imana ya Izaki, Imana ya Yakobo yambonekeye maze arambwira ati: Niyemeje kubagoboka, kandi nzi ibyo mugirirwa mu Misiri, maze ndavuga nti

17‘Nzabakura mu magorwa murimo mu Misiri, mbajyane mu gihugu cy’Abakanahani, n’Abaheti, n’Abahemori, n’Abaperezi, n’Abahivi, n’Abayebuzi, igihugu gitemba amata n’ubuki.’

18Bazumva ijwi ryawe, maze wowe n’abakuru b’imiryango ya Israheli musange umwami wa Misiri, muzamubwire muti ‘Uhoraho Imana y’Abahebureyi yaratubonekeye. Ubu ngubu rero, uturekure tujye mu rugendo rw’iminsi itatu mu butayu gutura ibitambo Uhoraho Imana yacu.’

19Nzi neza ko umwami wa Misiri atazareka mugenda, keretse hagize ukuboko kw’ingufu kumucogoza.

20Nzarambura rero ukuboko kwanjye, maze nyogoze Misiri, mpakorere ibitangaza byinshi bibatera ubwoba. Nyuma yabyo, Farawo azabareka mugende.

21Nzatuma iyo mbaga ibona agahenge ku Banyamisiri, maze igihe muzahagurukira mwekuzagenda amara masa.

22Ahubwo buri mugore azasange mugenzi we baturanye cyangwa umucumbikiye, amutire ibintu bya feza, n’ibintu bya zahabu, n’imyambaro muzambika abahungu n’abakobwa banyu, bityo muzasahure Abanyamisiri.»

## Iyimukamisiri 4

### Imana igaragariza Musa ububasha bwayo

1Musa arasubiza ati «Ntibazanyemera, kandi ntibazanyumva, ahubwo bazavuga ngo ’Uhoraho ntiyakubonekeye!’»

2Uhoraho rero aramubwira ati «Ufite iki mu ntoki?» Undi ati «Ni inkoni.»

3Nuko Uhoraho aravuga ati «Yijugunye hasi.» Ayijugunya hasi maze ihinduka inzoka, Musa atangira kuyihunga.

4Nuko Uhoraho abwira Musa, ati «Rambura ukuboko uyifate umurizo.» Arambura

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ukuboko, ayifata umurizo, nuko yongera guhinduka inkoni mu ntoki ze.

5Uhoraho ati «Ibyo ni ukugira ngo bazamenye ko wabonekewe n'Uhoraho Imana y'abakurambere babo, Imana ya Abrahamu, Imana ya Izaki, Imana ya Yakobo!»

6Uhoraho yongera kumubwira ati «Shyira ikiganza mu gituza cyawe.» Undi ashyira ikiganza mu gituza cye; hanyuma akivanaho, asanga cya kiganza cyasheshe ibibembe byererana nk'urubura.

7Uhoraho aravuga ati «Subiza ikiganza mu gituza cyawe.» Undi asubiza ikiganza mu gituza cye; hanyuma akivanaho asanga cyongeye kuba kizima nk'umubiri we usanzwe.

8Nuko aramubwira ati «Niba rero batakwemeye, kandi ntibumve iki kimenyetso cya mbere, bazemezwa n'icya kabiri.

9Niba kandi batemeye ibyo bimenyetso byombi, maze ntibumvire ijwi ryawe, uzende amazi yo mu Ruzi, uyasese ku butaka, maze amazi uzaba wavanye mu Ruzi, ahinduke amaraso.»

### Imana itora Aroni ngo abe umufasha wa Musa

10Musa abwira Uhoraho, ati «Nyamuna Mutegetsi wanjye, nta bwo ndi umuntu ubangukirwa no kuvuga: sinabyigeze rwose, ndetse no kuva aho uvuganiye n'umugaragu wawe ntacyahindutse. Ngira umunwa uremerewe, n'uruimi rwagobwe.»

11Uhoraho aramubwira ati «Ni nde wahaye umuntu umunwa wo kuvuga cyangwa akamugira ikiragi, cyangwa se igipfamatwi? Ni nde uhumura cyangwa se uhumisha? Nta bwo ari jyewe, Uhoraho?

12None rero genda; jye ndi kumwe n'umunwa wawe, nzakwigisha ibyo uzavuga!»

13Ubwo Musa aravuga ati «Nyamuna Mutegetsi wanjye, ahubwo utume undi wishakiye kohereza!»

14Uburakari bw'Uhoraho bugurumanira Musa, maze aravuga ati «Mbese ntihari mwene nyoko Aroni, Umulevi? Nzi ko we avuga neza. Ndetse ashyize nzira agusanga; nakubona azishima mu mutima we.

15Uzamubwire ibyo agomba kuvuga, ubimutoze. Jye ndi kumwe n'umunwa wave, nkaba kandi kumwe n'umunwa we; nzabigisha ibyo mugo mba gukora.

16Ni we uzavugana na rubanda mu mwanya wawe, maze azabe ari we uba umunwa wawe, woweho ube umubwiriza we.

17Naho iyi nkoni uyifate mu ntoki, kuko ari yo uzakoresha ibimenyetso!»

### Musa asubira mu Misiri agasanga umuryango we

18Musa aragenda, asubira kwa sebukwe Yetero; aramubwira ati «Ndagusabye, reka

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ngende, nsubire muri bene wacu bari mu Misiri, kugira ngo ndebe ko bakiriho.» Yetero asubiza Musa, ati «Genda amahoro!»

19Uhoraho abwirira Musa mu gihugu cya Madiyani, ati «Genda, usubire mu Misiri, kuko abahigaga amagara yawe bapfuye bose.»

20Musa agira umugore we n'abahungu be, abashyira ku ndogobe, maze basubirana mu gihugu cya Misiri; Musa agumana inkoni y'Imana mu ntoki ze,

21Uhoraho abwira Musa, ati «Dore uri mu nzira igusubiza mu Misiri; ibuka rero bya bitangaza byose naguhereye ububasha; uzabikorere imbere ya Farawo. Naho jyewe nzatera umutima we kunangira, maze yekureka imbaga ngo igende

22Ubwo uzabwire Farawo, uti 'Uhoraho aravuze ati: Umwana wanjye w'imfura ni Israheli. Ndakubwiye ngo

23Rekura umwana wanjye agende, ajye kunsenga; niba kandi wanze kumurekura ngo agende, jyewe nzica umwana wawe w'imfura.'»

24Mu rugendo, Uhoraho asanga Musa aho yari acumbitse, maze asa n'ushaka kumwica.

25Ni bwo Sipora yenze isarabwayi, akata agashishwa k'umubirigabo w'umuhungu we, maze agakoza ku birenge bya Musa, avuga ati «Kuri jyewe ubaye umugabo w'amaraso !»

26Nuko Uhoraho aramureka. Ubwo Sipora nyine yari amaze kuvuga ngo «umugabo w'amaraso», ashaka kuvuga ibyo kugenya.

27Uhoraho abwira Aroni, ati «Genda usanganire Musa mu butayu.» Aroni ashyira nzira, ahurira na Musa ku musozi w'Imana, aramuhobera.

28Musa arondorera Aroni amagambo yose Uhoraho yari yaramutumye, kandi n'ibimenyetso yari yaramutegetse gukora.

29Musa na Aroni baragenda, bakoranya abakuru bose b'imiryango y'Abayisraheli.

30Aroni abarondorera amagambo yose Uhoraho yari yarabwiye Musa, kandi akorera ibimenyetso mu maso y'imbaga.

31Nuko imbaga iremera; bamenya ko Uhoraho yasuye Abayisraheli, maze akabona amagorwa yabo. Nuko barapfukama, barasenga.

## Iyimukamisiri 5

### Musa na Aroni kwa Farawo

1Hanyuma Musa na Aroni basanga Farawo, baramubwira bati «Uhoraho Imana ya Israheli aravuze ngo 'Rekura umuryango wanjye kugira ngo bagende bajye mu butayu kunkorera umunsi mukuru, bansenga!'»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2 Farawo arabasubiza ati «Uhoraho ni nde byo kugira ngo numvire ijwi rye, maze ndekure Abayisraheli bagende? Uhoraho simuzi, kandi sinzareka Abayisraheli bagenda!»

3 Baravuga bati «Imana y'Abaheburayi yaratubonekeye. Duhe uruhusa rwo gukora urugendo rw'iminsi itatu mu butayu, kugira ngo duture ibitambo Uhoraho Imana yacu, maze yekuduteza umuze cyangwa inkota.»

4 Naho umwami wa Misiri arababwira ati «Mwebwe, Musa na Aroni, ni iki gituma mutesha rubanda imirimo? Nimujye ku kazi kanyu!»

5 Farawo arongera ati «Dore ubu bene wanyu babaye ishyano ryose mu gihugu, maze mwebwe mugashaka kubatesha akazi!»

## Farawo yongerera imirimo Abayisraheli

6 Muri icyo gihe Farawo aha abakoresha n'abagenzuzi b'imirimo ya rubanda itegeko, avuga ati

7 «Mwikomeza guha rubanda ibyatsi byo kubumbisha amatafari, nk'uko mwabigenzaga ejo n'ejo bundi: nibajye ubwabo kwitoragurira ibyatsi !

8 Nyamara muzabace umubare w'amatafari ungana n'uwo basanzwe babumba, mutagize icyo mugeruraho. Ni abanebwe! Ni na cyo gituma batera amahane bavuga ngo 'Turashaka kujya gutura Imana yacu ibitambo!'

9 Abo bantu nimubicishe uburetwa, bakore badahumeka; bareke kwita ku magambo y'abanyabinyoma!»

10 Abakoresha n'abagenzuzi baraza babwira rubanda, bati «Farawo aravuze ngo 'Sinzongera kubaha ibyatsi ukundi';

11 ngo 'Nimugende ubwanyu, mushake ubwatsi aho muzabusanga, nyamara ariko ntakizagerurwa ku cyate cyanyu.'»

12 Rubanda banyanyagira mu gihugu cya Misiri batoragura udufunzo two gukekaguramo ibyatsi.

13 Abakoresha barabatotaga bavuga bati «Nimurangize icyate cyanyu, murangize icyategetswe buri munsi, nk'uko mwagenzaga igihe mwahabwaga ibyatsi!»

14 Abanyamisiri bakubita abagenzuzi b'Abayisraheli bari barashyizweho n'abakoresha ba Farawo. Bakavuga bati «Ni iki cyatumye ari ejo ari na none mutarangiza umubare w'amatafari utegetswe nk'uko mwabigenzaga mbere?»

15 Abagenzuzi b'Abayisraheli bajya kuregera Farawo, bavuga bati «Ni iki gituma ugenzereza utyo abagaragu bawe?

16 Ntibagiha abagaragu bawe ibyatsi, kandi bakatubwira ngo 'Nimubumbe amatafari!' None dore abagaragu bawe barakubitwa, imbaga yawe ikarengana!»


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17 Farawo arabasubiza ati «Hoshi muri abanebwe! Ni yo mpamvu ituma muvuga ngo ‘Turashaka kujya gutura Uhoraho ibitambo!’

18 Noneho ubu ngubu nimujye gukora. Ntibazabaha ibyatsi, kandi muzatanga umubare utegetswe w’amatafari.»

19 Abagenzuzi b’Abayisraheli basanga bari mu kaga, ubwo bababwiraga bati «Ntimuzagerurura na busa ku matafari ategetswe; buri munsi ugire icyate cyawo!»

20 Bagisohoka kwa Farawo, bahubirana na Musa na Aroni bari babategereje.

21 Barababwira bati «Uhoraho narebe, ace urubanza! Ni mwebwe mwatumye duhinduka ba ruvumwa mu maso ya Farawo no mu y’abagaragu be. Dore mwabashyize mu ntoki inkota yo kutwica.»

22 Ubwo Musa yongera gusanga Uhoraho, aramubwira ati «Nyagasani, ni iki cyatuma ugirira inabi iyi mbaga? Ni iki cyatumye untuma?

23 Kuva aho nagiriye kuvugana na Farawo mu izina ryawe, arica iyi mbaga urubozo, ariko woweho nta bwo urokora imbaga yawe!»

## Iyimukamisiri 6

1 Uhoraho abwira Musa, ati «Ugiye kuzabona vuba icyo nzakorera Farawo: azabareka bagende, abihatiwe n’ukuboko kwanjye gufite imbaraga; azabirukana mu gihugu cye abihatiwe n’ukuboko kwanjye gufite imbaraga!»

### Imana isezeranya Musa kubohora Israheli

2 Imana ivugana na Musa, maze iramubwira iti «Ndi Uhoraho.

3 Nabonekeye Abrahamu, Izaki na Yakobo nitwa Imana Nyir’ububasha, ariko sinabiyeretse nitwa Uhoraho.

4 Nagiranye Isezerano na bo, mbasezeranya kuzabaha igihugu cya Kanahani, aho bazereraga nk’abadafite aho baba.

5 Numvise kandi imiborogo y’Abayisraheli, bashikamiwe n’Abanyamisiri mu bucakara, maze nibuka Isezerano ryanjye.

6 Ni cyo gituma uzabwira Abayisraheli uti ‘Ndi Uhoraho! Nzabavana mu buretwa bw’Abanyamisiri, mbagobotore mu bucakara; nzabarokoza ukuboko gufite imbaraga n’ubushobozi.

7 Nzabagira umuryango wanjye bwite, maze mbabere Imana. Muzamenya ko ari jyewe Uhoraho Imana yanyu, yabakuye ku gahato k’imirimo y’Abanyamisiri.

8 Nzabinjiza mu gihugu narahiye kuzaha Abrahamu, Izaki na Yakobo; nzakibahaho umunani: Ndi Uhoraho!’»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Musa abwira Abayisraheli atyo; nyamara ntibamwumva, ku mpamvu y'ubwoba n'ubucakara bwabo bukabije.

10Uhoraho yongera kubwira Musa ati

11«Jya kubwira Farawo, umwami wa Misiri, arekure Abayisraheli bave mu gihugu cye.»

12Musa asubiza Uhoraho, ati «N'Abayisraheli ntibanyumvise, Farawo we yanyumva ate, jyewe ufite ururimi rugobwe ?»

13Uhoraho yongera kuvugana na Musa na Aroni, abaha amategeko agenewe Abayisraheli, n'andi agenewe Farawo umwami wa Misiri, kugira ngo Abayisraheli bazave mu gihugu cya Misiri.

### Amasekuru ya Musa na Aroni

14Dore amazina y'abatware b'imiryango yabo: Bene Rubeni imfura ya Israheli ni Henoki, Palu, Hesironi, na Karumi. Abo ngabo ni amazu yo kwa Rubeni.

15Bene Simewoni ni Yemweli, Yamini, Ohadi, Yakini, Sowari na Shawuli, umuhungu w'Umukanahanikazi. Abo ngabo ni amazu yo kwa Simewoni.

16Dore amazina ya bene Levi, kimwe n'urubyaro rwabo: ni Gerishoni, Kehati na Merari. Imyaka y'ukubaho kwa Levi yabaye ijana na mirongo itatu n'irindwi.

17Bene Gerishoni ni Libuni, na Shimeyi, ukurikije amazu yabo.

18Bene Kehati ni Amuramu, Yishari, Heburoni, na Uziyeli. Imyaka y'ukubaho kwa Kehati yabaye ijana na mirongo itatu n'itatu.

19Bene Merari ni Mahuli na Mushe. Abo ngabo ni amazu yo kwa Levi, hamwe n'urubyaro rwabo.

20Amuramu arongora Yokebedi nyirasenge, babyarana Aroni na Musa. Imyaka y'ukubaho kwa Amuramu yabaye ijana na mirongo itatu n'irindwi.

21Bene Yishari ni Kore, Nefegi na Zikiri.

22Bene Uziyeli ni Mishayeli, Elisafani na Sitiri.

23Aroni arongora Elizabeti umukobwa wa Aminadabu, mushiki wa Nahashoni. Babyarana Nadabu, Abihu, Eleyazari na Itamari.

24Bene Kore ni Asiri, Elikana na Abiyasafu; abo ngabo ni amazu yo kwa Kore.

25Eleyazari mwene Aroni arongora umwe mu bakobwa ba Putiyeli; babyarana Pinehasi. Ngabo abatware b'amazu y'Abalevi, bikurikije ubwoko bwabo.

26Aroni na Musa abo ni bo Uhoraho yabwiye, ati «Nimuvane Abayisraheli mu gihugu cya Misiri, mubanje kubagabanyamo imitwe.»


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

27Ni bo bavuganye na Farawo umwami wa Misiri, kugira ngo bavane Abayisraheli mu
gihugu cya Misiri. Ni bo ubwabo, Musa na Aroni.

### Imana isubirira Musa mu masezerano yayo

28Igihe Uhoraho avuganiye na Musa mu gihugu cya Misiri,

29yaramubwiye, ati «Ndi Uhoraho! Ugeze kuri Farawo, umwami wa Misiri, ibyo
nkubwira byose.»

30Nuko Musa asubiza Uhoraho ati «Dore nifitiye ururimi rugobwe, none se Farawo
azanyumva ate?»

## Iyimukamisiri 7

1Uhoraho abwira Musa, ati «Dore wowe nakugize nk'imana imbere ya Farawo, naho
Aroni mwene nyoko azavuga mu mwanya wawe.

2Wowe uzajye uvuga icyo ngutegetse cyose, naho Aroni mwene nyoko azajye
avugana na Farawo, kugira ngo uwo mwami areke Abayisraheli basohoke mu gihugu
cye.

3Jyewe rero nzatera umutima wa Farawo kunangira. Nzagwiza ibimenyetso byanjye
n'ibitangaza byanjye mu gihugu cya Misiri,

4ariko Farawo nta bwo azabumva. Nzaramburira ukuboko kwanjye kuri Misiri, maze
ku bubasha bwanjye mvane mu gihugu cya Misiri ingabo zanjye, umuryango wanjye,
Abayisraheli.

5Abanyamisiri bazamenya ko ndi Uhoraho, ubwo nzaba naramburiye ukuboko
kwanjye kuri Misiri, maze nkavanayo Abayisraheli.»

6Musa na Aroni bagenza batyo: uko Uhoraho yari yabategetse aba ari ko bakora.

7Musa yari amaze imyaka mirongo inani, na Aroni imyaka mirongo inani n'itatu igihe
bavuganye na Farawo.

### Farawo yanga kumva Musa na Aroni

8Uhoraho abwira Musa na Aroni, ati

9«Farawo nababwira avuga ngo 'Nimubitangire icyemezo', uzabwire Aroni uti 'Fata
inkoni yawe maze uyijugunye imbere ya Farawo, ihinduke inzoka.'»

10Nuko rero Musa na Aroni baza kwa Farawo; bagenza uko Uhoraho yari
yabategetse. Aroni ajugunya inkoni ye imbere ya Farawo n'imbere y'abagaragu be,
ihinduka inzoka.

11Ubwo Farawo atumiza abahanga n'abapfumu be; maze abapfumu ba Misiri na bo
babigenza batyo, bakoresheje amayeri yabo:

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12buri muntu ajugunya inkoni ye hasi, zihinduka inzoka. Ariko inkoni ya Aroni imira
inkoni zabo.

13Nyamara umutima wa Farawo ugumya kunangira, maze ntiyumva Musa na Aroni,
nk'uko Uhoraho yari yabivuze.

### Icyago cya mbere: amazi ahinduka amaraso

14Uhoraho abwira Musa, ati «Farawo ntava ku izima; yanze kurekura imbaga yanjye.

15Usange rero Farawo mu gitondo, igihe agiye ku nkombe y'amazi, maze
umutegerereze ku nkombe y'Uruzi; ube kandi ufite mu ntoki ya nkoni yahindukaga
inzoka.

16Umubwire uti 'Uhoraho Imana y'Abahebureyi yakuntumyeho kukubwira, ngo:
Rekura umuryango wanjye, kugira ngo bajye kunsengera mu butayu. None dore
kugeza ubu ngubu nturabyumva!

17Uhoraho aravuze ati: 'Dore icyo uzamenyeraho ko ndi Uhoraho: ngiye gukubitisha
amazi yo mu Ruzi inkoni mfite mu ntoki, maze ahinduke amaraso.'

18Amafi y'uruzi ari bupfe, maze uruzi runuke, kugeza aho Abanyamisiri
batazashobora kunywa amazi y'Uruzi.'»

19Uhoraho abwira Musa, ati «Bwira Aroni uti 'Fata inkoni yawe, maze werekeze
ukuboko kwawe ku mazi yose yo mu Misiri, no ku migezi yabo, no ku miyoboro yabo,
no ku biyaga byabo, no ku bireko byabo, kugira ngo bihinduke amaraso; maze hazabe
amaraso hose mu gihugu cya Misiri kugeza no ku bivomesho by'ibibazanyo
n'iby'amabuye!'»

20Musa na Aroni bakora icyo Uhoraho yari ategetse. Aroni abangura inkoni ye,
ayikubita amazi y'Uruzi, Farawo n'abagaragu be babyirebera n'amaso yabo; nuko
amazi y'Uruzi yose ahinduka amaraso.

21Amafi yari mu Ruzi arapfa, uruzi rwose ruhinduka umunuko; Abanyamisiri ntibaba
bagishoboye kunywa amazi y'Uruzi. Nuko mu gihugu cyose cya Misiri haba amaraso.

22Nyamara abapfumu ba Misiri bagenza batyo na bo, ku mayeri yabo. Maze umutima
wa Farawo ugumya kunangira, ntiyumva Musa na Aroni, nk'uko Uhoraho yari
yabivuze.

23Farawo arikubita aragenda, yisubirira iwe, ntiyirirwa anabyitaho.

24Abanyamisiri bafukura ahegereye Uruzi ngo babone amazi yo kunywa, kuko
batashoboraga kunywa amazi y'Uruzi.

25Kuva igihe Uhoraho akubitiye Uruzi, haciyeho iminsi irindwi.

### Icyago cya kabiri: imitubu


© 2012, Bible Society of Rwanda.

26Uhoraho abwira Musa, ati «Sanga Farawo maze umubwire uti ‘Uhoraho aravuze ngo rekura umuryango wanjye kugira ngo ujye kunsenga.

27Niba kandi wanze kuwurekura ngo ugende, dore igihugu cyawe cyose ngiye kugiteza icyago cy’imitubu.

28Uruzi ruzajagatamo imitubu; izazamuka, maze yinjire mu ngoro yawe, mu cyumba uraramo no ku buriri bwawe, mu nzu y’abagarage bawe kandi no mu mazu y’abaturage bawe, kugeza no mu bikoni batekeramo imigati.

29Imitubu izatondagira kuri wowe, ku baturage bawe, no ku bagaragu bawe bose.’»

## Iyimukamisiri 8

1Uhoraho abwira Musa, ati «Bwira Aroni, uti ’Ramburira ukuboko kwawe n’inkoni yawe ku migezi, ku miyoboro, no ku biyaga, maze uvundurire imitubu ku gihugu cya Misiri.’»

2Aroni aramburira ukuboko kwe ku mazi ya Misiri, maze imitubu iravundura izimagiza igihugu cya Misiri.

3Nyamara abapfumu na bo babikora batyo ku mayeri yabo, maze bavundurira imitubu ku gihugu cya Misiri.

4Farawo ahamagaza Musa na Aroni, arababwira ati «Nimwinginge Uhoraho kugira ngo yigizeyo imitubu, kuri jye no ku baturage banjye, maze nzareke Abayisraheli bajye gutura Uhoraho ibitambo.»

5Musa asubiza Farawo, ati «Mbwira igihe ngomba kwambarizaho ngusabira, wowe n’abagaragu bawe n’abaturage bawe, kugira ngo Uhoraho yigizeyo imitubu, kuri wowe no ku mazu yawe, maze isigare gusa mu Ruzi.»

6Farawo arasubiza ati «Ejo!» Nuko Musa ati «Bizagenda nk’uko ubivuze, kugira ngo umenyereho ko nta n’umwe uhwanye n’Uhoraho Imana yacu.

7Imitubu izava kuri wowe no ku mazu yawe, ku bagaragu bawe no ku baturage bawe, izasigare gusa mu Ruzi.»

8Musa na Aroni basohoka kwa Farawo, maze Musa atakambira Uhoraho ku byerekeye imitubu yari yaraterereje Farawo.

9Uhoraho agenza nk’uko Musa abimusabye; maze imitubu yari mu mazu, ku mbuga no mu mirima irapfa irashira.

10Barayirundarunda, iba ibirundo n’ibirundo, maze igihugu gihinduka umununuko kubera iyo mpamvu.

11Nyamara Farawo, abonye ko habonetse ubuhumekero, agumya kunangira umutima, maze ntiyumva Musa na Aroni, nk’uko Uhoraho yari yabivuze.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Icyago cya gatatu: imibu

12 Uhoraho abwira Musa, ati «Bwira Aroni, uti ’Bangura inkoni yawe, ukubite umukungugu w’isi, maze uhinduke imibu mu gihugu cyose cya Misiri.’»

13 Babigenza batyo. Aroni arambura ukuboko, abangura inkoni, maze akubita umukungugu w’isi; nuko imibu yirara ku bantu no ku nyamaswa. Umukungugu wose w’isi uhinduka imibu, mu gihugu cyose cya Misiri.

14 Abapfumu na bo barabigana bakoresheje amayeri yabo ngo bagerageze guhimba imibu; nyamara ntibabishobora. Imibu yari ku bantu no ku nyamaswa.

15 Nuko abapfumu babwira Farawo, bati «Biriya byo, bikozwe n’Imana !» Nyamara umutima wa Farawo ugumya kunangira, maze ntiyumva Musa na Aroni, nk’uko Uhoraho yari yabivuze.

### Icyago cya kane: ibibugu

16 Uhoraho abwira Musa, ati «Uhaguruke mu gitondo cya kare, maze uhinguke imbere ya Farawo ku isaha agiraho ku nkombe y’amazi; umubwire uti ’Uhoraho aravuze ngo: Rekura umuryango wanjye kugira ngo ujye kunsenga.

17 Niba kandi utaretse umuryango wanjye ngo ugende, ngiye kuguteza ibibugu, wowe, n’abagaragu bawe, n’abaturage bawe, n’ingo zawe. Ingo z’Abanyamisiri zizuzuramo ibibugu, kimwe n’ubutaka batuyeho.

18 Nyamara uwo munsi nzarobanura igihugu cya Gosheni, aho umuryango wanjye utuye, maze hoye guterwa n’ibibugu. Bityo uzamenya ko jyewe, Uhoraho, mba muri icyo gihugu rwagati!

19 Nzaca urugabano hagati y’imbaga yanjye n’iyawe; kandi icyo kimenyetso kizaba ejo.’»

20 Uhoraho abigenza atyo. Haduka ibibugu gica, bitera mu rugo rwa Farawo n’urw’abagaragu be, no mu gihugu cyose cya Misiri; igihugu kiyogozwa n’ibibugu.

21 Farawo ahamagaza Musa na Aroni, arababwira ati «Nimugende muture Imana yanyu ibitambo, ariko muri iki gihugu!»

22 Musa arasubiza ati «Ntibikwiriye ko dukora dutyo, kuko ibitambo dutura Uhoraho Imana yacu ari amahano ku Banyamisiri. Niba se duturiye mu maso y’Abanyamisiri ibitambo babona ko ari amahano kuri bo, ntibazatwicisha amabuye?

23 Turashaka kwigira mu ntera y’urugendo rw’iminsi itatu mu butayu, ngo duturireyo ibitambo Uhoraho Imana yacu, nk’uko azabitubwiriza.»

24 Farawo aravuga ati «Ngaho! Nzabareka mugende, mujye mu butayu gutura ibitambo Uhoraho Imana yanyu: icyakora ntimuzajye kure cyane! Kandi muzansabire.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[25]Musa arasubiza ati «Nimara kugusezeraho, ndajya kwinginga Uhoraho; maze guhera ejo, ibibugu bizareke Farawo, abagaragu be n'abaturage be. Gusa rero Farawo ntakomeze kuduhenda ubwenge, yanga kureka Abayisraheli ngo bajye gutura Uhoraho ibitambo!»

[26]Musa asezera kuri Farawo, maze yinginga Uhoraho.

[27]Uhoraho abigenza nk'uko Musa abimusabye, maze ibibugu bireka Farawo, abagaragu be, n'abaturage be; ntihasigara na kimwe.

[28]Nyamara Farawo na none yanga kuva ku izima ntiyareka rubanda ngo bagende.

## Iyimukamisiri 9

### Icyago cya gatanu: umuze uyogoza amatungo

[1]Uhoraho abwira Musa, ati «Genda usange Farawo, umubwire uti 'Uhoraho Imana y'Abahebureyi aravuze ngo: Rekura umuryango wanjye kugira ngo ujye kunsenga;

[2]niba kandi wanze kubarekura ngo bagende, ugakomeza kubabuza,

[3]ngaha ukuboko kw'Uhoraho kugiye gushikama ku mashyo yawe ari mu gasozi, ku mafarasi, ku ndogobe, ku ngamiya, ku nka, no ku matungo magufi; byose umuze ubitsembe!

[4]Nyamara Uhoraho azarobanura amashyo ya Israheli mu mashyo y'Abanyamisiri, maze hekuzagira igipfa na kimwe mu matungo y'Abayisraheli.'»

[5]Nuko Uhoraho agena igihe, avuga ati «Ejo Uhoraho azakora ibyo ngibyo mu gihugu.»

[6]Uhoraho abigenza atyo kuva bukeye bwaho. Amatungo y'Abanyamisiri yose arapfa, ariko ntihagira itungo ripfa ryo mu mashyo y'Abayisraheli.

[7]Farawo arabaririza, asanga nta tungo na rimwe ryapfuye mu mashyo ya Israheli! Nyamara umutima wa Farawo wanga kuva ku izima, ntiyareka rubanda bagenda.

### Icyago cya gatandatu: ibibyimba

[8]Uhoraho abwira Musa na Aroni, ati «Nimuyore umurayi w'itanura, wuzuye ibiganza; Musa aze kuwujugunya mu kirere ari imbere ya Farawo.

[9]Uraza guhinduka urwavumba rutwarwe n'umuyaga hejuru y'igihugu cyose cya Misiri, utere abantu n'amatungo gupfuruta no gututumba ibibyimba ku mubiri, mu gihugu cyose cya Misiri.»

[10]Benda rero umurayi w'itanura, maze bahinguka imbere ya Farawo. Musa awujugunya hejuru, maze utera abantu n'inyamaswa gupfuruta no gututumba ibibyimba ku mubiri.

[11]Na ba bapfumu ntibashobora guhinguka imbere ya Musa ku mpamvu y'ibibyimba, kuko abo bapfumu bari buzuyeho ibibyimba nk'Abanyamisiri bandi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12Nyamara Uhoraho atera umutima wa Farawo kunangira, maze Farawo ntiyumva Musa na Aroni, nk'uko Uhoraho yari yabibwiye Musa.

### Icyago cya karindwi: urubura

13Uhoraho abwira Musa, ati «Uhaguruke mu gitondo cya kare, maze uhinguke imbere ya Farawo; umubwire uti 'Uhoraho, Imana y'Abahebureyi, aravuze ngo: Rekura umuryango wanjye kugira ngo ujye kunsenga.

14Kuko ubu ngubu ho, ibyorezo byanjye byose ngiye kubiguteza, wowe n'abagaragu bawe n'abaturage bawe, kugira ngo umenyereho ko nta n'umwe ku isi duhwanye.

15Iyo mbishaka, mba nararambuye ukuboko kwanjye, maze nkaguteza umuze, wowe n'abaturage bawe, ukaba wararimbutse ku isi.

16Nyamara dore icyatumye nkureka ukagumaho: ni ukugira ngo nkwereke ububasha bwanjye, maze bazasingize izina ryanjye ku isi hose.

17Niba rero ukomeje kuziga umuryango wanjye, ukawubuza kugenda,

18dore ejo kuri aya magingo nzagusha urubura rw'urucukirane, rutigeze rubaho mu Misiri kuva aho yaremewe kugeza ubu ngubu.

19None rero, ubu ngubu ohereza intumwa, bahungishe amatungo yawe, n'icyo ufite cyose ku gasozi; kuko abantu bose n'inyamaswa zose bizaba byagumye ku gasozi, ntibizabe byugamishijwe mu mazu, bizahondagurwa n'urubura, maze bipfe.'»

20Mu bagaragu ba Farawo, uwatinye ijambo ry'Uhoraho wese ahungishiriza mu mazu abagaragu be n'amatungo ye;

21naho abahinyuye ijambo ry'Uhoraho barekera abagaragu babo n'amatungo ku gasozi.

22Uhoraho abwira Musa, ati «Rambura ukuboko kwawe werekeza ku ijuru, kugira ngo urubura rugwe mu gihugu cyose cya Misiri, ku bantu, no ku nyamaswa, no ku bimera byose mu mirima.»

23Musa atunga inkoni ye hejuru, maze Uhoraho arekura inkuba n'urubura, imirabyo iracicikana ku isi; nuko Uhoraho agusha urubura mu gihugu cya Misiri.

24Hagwa urubura ruvanze n'inkuba, urubura ruteye ubwoba, rutigeze rumera nk'urwo mu gihugu cya Misiri kuva aho cyitiwe igihugu.

25Mu gihugu cyose cya Misiri, urubura ruhondagura ibyari ku gasozi byose, kuva ku bantu kugera ku nyamaswa; urubura ruhondagura ibimera byose mu mirima, kuva ku byatsi kugeza ku biti.

26Ntihagira ahantu rutagwa, uretse mu gihugu cy Gosheni, aho Abayisraheli bari batuye.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

27Farawo ahamagaza Musa na Aroni, maze arababwira ati «Ubu ngubu ho nemeye ko nacumuye; Uhoraho ni we uri mu kuri, naho jyewe n'igihugu cyanjye tukaba mu cyaha.

28Nimwinginge Uhoraho kugira ngo izo nkuba zikaze n'urubura bisigeho! Nzabareka mugende, mwekuguma hano ukundi.»

29Musa aramubwira ati «Ninsohoka mu mugi, ndatega amaboko ntakambire Uhoraho, maze inkuba zirorere kandi n'urubura rureke kugwa, kugira ngo umenye ko isi yose ari iy'Uhoraho.

30Nyamara wowe n'abagaragu bawe, nzi neza ko mutaragera aho gutinya Uhoraho Imana.»

31Ibiti byera ubudodo, n'ingano za bushoki bihinduka imirara. Koko rero za bushoki zari amahundo, n'ibiti byera ubudodo ari uruyange.

32Ariko ingano zindi n'inganogaju ntibyononekara, kuko byo byera bitinze.

33Musa ava kwa Farawo, asohoka mu mugi; atega amaboko atakambira Uhoraho, maze inkuba n'urubura birarorera, kandi imvura ntiyongera kwisuka ku isi.

34Farawo ngo abone ko imvura n'urubura n'inkuba bihosheje, akomeza gucumura; we n'ibyegera bye banga kuva ku izima.

35Umutima wa Farawo ugumya kunangira, maze ntiyareka Abayisraheli bagenda, nk'uko Uhoraho yari yabibwiye Musa.

## Iyimukamisiri 10

### Icyago cya munani: inzige

1Uhoraho abwira Musa, ati «Genda usange Farawo, kuko ari jye wateye umutima we kutava ku izima, kimwe n'uw'ibyegera bye, kugira ngo mbone uko nkorera ibimenyetso byanjye muri bo rwagati.

2Bityo uzatekerereze umuhungu wawe n'umwuzukuru wawe ukuntu nasumbirije Abanyamisiri, n'ukuntu nakoreye ibimenyetso iwabo, kugira ngo mumenye ko ari jyewe Uhoraho.»

3Musa na Aroni basanga Farawo, maze baramubwira bati «Uhoraho Imana y'Abahebureyi aravuze ngo: Uzanga kwiyoroshya imbere yanjye uzahereze hehe? Rekura umuryango wanjye kugira ngo ujye kunsenga;

4niba kandi wanze kurekura umuryango wanjye ngo ugende, guhera ejo nzateza inzige mu gihugu cyawe.

5Zizatwikira igihugu cyose, maze begushobora kubona ubutaka. Zizarya ibyari byararokotse, ibyo urubura rwagusigiye, zizarye ibiti byose bikurira mu mirima

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

yanyu.

6Zizuzura mu mazu yawe, no mu mazu y'abagaragu bawe bose, no mu mazu y'Abanyamisiri bose; ibyo kandi ababyeyi bawe n'abakurambere bawe ntibigeze babibona kuva aho babereyeho ku isi kugera uyu munsi.» Musa arikubura, asiga Farawo aho ngaho.

7Abagaragu ba Farawo baramubwira bati «Uriya muntu azatubuza uburyo ahereze hehe? Reka abo bantu bagende, bajye gusenga Uhoraho Imana yabo. Mbese ntubona ubu ngubu ko Misiri imaze kuzahara ?»

8Bahamagaza Musa na Aroni kwa Farawo, nuko arababwira ati «Ngaho nimugende, musenge Uhoraho Imana yanyu! Ati ariko se ni bande bagomba kujyayo?»

9Musa arasubiza ati «Tuzagenda hamwe n'abana n'abakambwe bacu, tuzagenda hamwe n'abahungu n'abakobwa bacu, hamwe n'intama zacu n'inka zacu; kuko kuri twe ari urugendo rugenewe kubaha Uhoraho.»

10Nuko Farawo arababwira ati «Uhoraho abane namwe, niba koko mbarekuye mukagenda hamwe n'abana banyu! Nyamara ariko murabyitondere, kuko mbona mufite imigambi mibi!

11Na ko ntibishoboka! Nihagende gusa mwebwe abagabo, maze musenge Uhoraho Imana yanyu, umva ko ari byo muharanira da!» Nuko babirukana mu maso ya Farawo.

12Uhoraho abwira Musa, ati «Ramburira ukuboko kwawe ku gihugu cya Misiri, kugira ngo inzige zaduke mu gihugu cya Misiri, zirye ibimera byose mu butaka, ibyo urubura rwari rwasize byose.»

13Musa aramburira inkoni ye ku gihugu cya Misiri, maze uwo munsi wose n'ijoro ryose, Uhoraho ayobora hejuru y'igihugu umuyaga w'iburasirazuba; igitondo gitangaje, umuyaga w'iburasirazuba uba wazanye inzige.

14Inzige ziroha mu gihugu cyose cya Misiri, maze zizimagiza ubutaka bwose bwa Misiri. Zari nyinshi cyane, zirenze umubare utigeze uboneka kandi utazongera kuboneka ukundi.

15Zitwikira ubutaka bwose, kugeza aho butakigaragara. Ziyongobeza ibyatsi byo mu gihugu, n'imbuto zose ziri ku biti, izo urubura rwari rwarasize; maze ntihasigara ibabi na rimwe ku biti, cyangwa icyatsi na kimwe mu mirima y'igihugu cyose cya Misiri.

16Farawo yihutira guhamagaza Musa na Aroni, aravuga ati «Nacumuriye Uhoraho Imana yanyu, kandi namwe ndabahemukira.

17Nanone emera umbabarire icyaha cyanjye ubu ngubu bwonyine, maze wambaze Uhoraho Imana yanyu, kugira ngo nibura ankize uru rupfu.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

18Musa asohoka kwa Farawo, maze yambaza Uhoraho.

19Nuko wa muyaga, Uhoraho awuhindura uw'iburengerazuba urahuhera cyane. Ukubura inzige, maze uziroha mu nyanja y'Urufunzo; ntihasigara uruzige na rumwe mu gihugu cyose cya Misiri.

20Nyamara Uhoraho atera umutima wa Farawo kunangira, maze Farawo ntiyareka Abayisraheli bagenda.

### Icyago cya cyenda: umwijima ubuditse

21Uhoraho abwira Musa, ati «Rambura ukuboko kwawe werekeza ku ijuru, maze mu gihugu cyose cya Misiri hacure umwijima ubuditse, ku buryo umuntu yawukorakora.»

22Musa arambura ukuboko kwe akwerekeza ku ijuru, maze hacura umwijima ubuditse mu gihugu cyose cya Misiri; umara iminsi itatu.

23Nta washoboraga kubona uwo bava inda imwe; ntihagira uva aho yari ari, muri iyo minsi itatu! Nyamara ahantu Abayisraheli bari batuye, wasangaga habona.

24Farawo ahamagaza Musa, aramubwira ati «Ngaho nimugende musenge Uhoraho! Icyakora intama zanyu n'inka zanyu byo bizasigare hano; naho abana banyu n'abagore banyu, bo mushobora kujyana.»

25Musa arasubiza ati «Ese ni wowe uzaduherayo ibyo gutamba, no gutwikira Uhoraho Imana yacu?

26Reka da! Tuzajyana n'amatungo yacu! Nta tungo na rimwe rizasigara ino, kuko ari yo tuzavanamo ibyo gutura Uhoraho Imana yacu, kandi ntitwamenya ibyo tuzatura Uhoraho tutaragera aho hantu!»

27Nyamara Uhoraho atera umutima wa Farawo kunangira, yanga kubarekura.

28Farawo aramubwira ati «Hoshi mva iruhande! Wirinde kongera kumpinguka imbere, kuko umunsi uzampinguka imbere, nzakwica!»

29Musa arasubiza ati «Urabivuze, sinzongera guhinguka imbere yawe!»

## Iyimukamisiri 11

### Imana iteguza icyago cya cumi: urupfu rw'ibyavutse uburiza byose

1Uhoraho abwira Musa, ati «Nshigaje koherereza Farawo na Misiri icyago kimwe gusa; hanyuma akabarekura mukava ino, ndetse ari byo akabirukana mukagenda burundu.

2Ubwire rubanda, buri mugabo asange umuturanyi we, na buri mugore asange mugenzi we baturanye, maze babasabe ibintu bya feza n'ibintu bya zahabu.»

3Nuko Uhoraho atera Abanyamisiri kubakira neza. Na Musa kandi ubwe


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

yarebwagaho igihangange mu gihugu cya Misiri, mu bagaragu ba Farawo no muri rubanda.

4Musa aravuga ati «Uhoraho aravuze ngo: Mu ijoro rishyira igicuku, nzambukiranya Misiri;

5maze icyavutse uburiza cyose mu gihugu cya Misiri kizapfe, kuva ku mfura ya Farawo yari kuzamusimbura ku ngoma kugeza ku mfura yavutse ku muja upfukamye inyuma y'urusyo, no kugeza ku buriza bwose bw'amatungo.

6Mu gihugu cya Misiri hose hazacura imiborogo, batigeze bumva mbere kandi batazongera kumva ukundi.

7Nyamara mu Bayisraheli bose nta n'imbwa izamokera umuntu cyangwa inyamaswa, kugira ngo mumenyereho ko Uhoraho atandukanya Misiri na Israheli.

8Icyo gihe aba bagaragu bawe bazamanuka bansange, bampfukame imbere, banyinginge bati 'Sohoka ugende, wowe n'imbaga yose uyobora'. Hanyuma rero nzagende.» Nuko Musa asohoka kwa Farawo afite uburakari bwinshi.

9Uhoraho yungamo abwira Musa, ati «Farawo nta bwo azakumva, kugira ngo ibitangaza byanjye byigwize mu gihugu cya Misiri.»

10Musa na Aroni bari bakoreye ibyo bitangaza byose imbere ya Farawo, ariko Uhoraho atera umutima wa Farawo kunangira, maze ntiyarekura Abayisraheli ngo bagende bave mu gihugu cye.

## Iyimukamisiri 12

### Umunsi mukuru wa Pasika

1Uhoraho abwira Musa na Aroni bari mu gihugu cya Misiri, ati

2«Uku kwezi kuzababere intangiriro y'amezi, kuzabe ukwa mbere mu mezi y'umwaka wanyu.

3Nimubwire imbaga yose y'Abayisraheli, muti 'Ku munsi wa cumi w'uku kwezi, muzafate itungo rimwe muri buri muryango, itungo muri buri rugo.

4Niba urugo rurimo abantu bake kuri iryo tungo, bazarifatanye n'umuturanyi ubari hafi cyane, baringanize n'umubare w'abantu. Muzahitemo iryo tungo mukurikije icyo buri muntu ashobora kurya.

5Iryo tungo rizabe ridafite inenge, kandi ari isekurume imaze umwaka umwe. Muzaritoranye mu bana b'intama cyangwa mu bana b'ihene.

6Muzarigumane kugeza ku munsi wa cumi n'ine w'uku kwezi, maze ikoraniro ryose ry'imbaga y'Abayisraheli bazaribage mu mugoroba w'akabwibwi.

7Bazende ku maraso y'iryo tungo, bayasige ku nkomanizo z'imiryango no ku


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mitambiko y'inzugi z'amazu bazaririramo.

8Bazarye inyama zaryo muri iryo joro. Bazazirye zokeje, bazirishe imigati idasembuye n'imboga zisharira.

9Ntimuzagire icyo murya cyazo ari kibisi cyangwa se cyatetswe mu mazi: byose bizabe byokeje gusa, ari umutwe, ari amaguru n'amara.

10Mugomba kuzaba mwarangije butaracya; kandi nihagira ibisaguka mu gitondo, muzabitwike.

11Iryo tungo muzaririya mutya: muzabe mukenyeje umukoba, mwambaye inkweto mu birenge, mufite inkoni mu ntoki; kandi muzarye mugira bwangu, kuko ari Pasika y'Uhoraho.

12Muri iryo joro, nzambukiranya igihugu cya Misiri, maze nice icyavutse uburiza cyose mu gihugu cya Misiri, guhera ku bantu kugeza ku nyamaswa; kandi n'ibigirwamana bya Misiri byose mbicire imanza. Ni jye Uhoraho!

13Amaraso azababera ikimenyetso ku mazu muzaba murimo. Nzabona amaraso, maze mbahiteho, mwoye kuzarimburwa igihe nzaba ndiho noreka igihugu cya Misiri.

14Uwo munsi uzababere urwibutso; buri mwaka muzajye mukora urugendo rwo kujya gusingiza Uhoraho. Muzajye muhimbaza uwo munsi uko ibihe bigenda bisimburana. Ngiryo itegeko ridakuka mbahaye.'»

### Iminsi irindwi yo kurya imigati idasembuye

15Uhoraho yungamo ati «Mu minsi irindwi, muzajya murya imigati idasembuye. Guhera ku munsi wa mbere, muzavane mu mazu yanyu icyitwa umusemburo cyose. Kandi nihagira urya umugati usembuye, kuva ku munsi wa mbere kugeza ku munsi wa karindwi, uwo azaba aciwe muri Israheli.

16Ku munsi wa mbere muzagire ikoraniro ritagatifu, no ku munsi wa karindwi mugenze mutyo. Muri iyo minsi, nta murimo n'umwe bazakora, uretse gutegura ibyo kurya.

17Muzubahirize umunsi mukuru w'imigati idasembuye, kuko kuri uwo munsi nyine ari bwo navanye ingabo zanyu mu gihugu cya Misiri. Muzubahirize rero uwo munsi mukuru uko ibihe bigenda bisimburana. Ngiryo itegeko ridakuka mbahaye.

18Mu kwezi kwa mbere, ku munsi wa cumi n'ine w'ukwezi nimugoroba, muzajye murya imigati idasembuye kuzageza ku munsi wa makumyabiri n'umwe w'ukwezi nimugoroba.

19Mu minsi irindwi ntihazagire imisemburo iba mu mazu yanyu. Kandi nihagira urya umugati usembuye, uwo muntu azaba aciwe mu ikoraniro rya Israheli; yaba umusuhuke, yaba umwenegihugu.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

20Ntimuzagire icyo murya na kinzinya kirimo umusemburo. Aho muzaba mutuye hose, muzajye murya imigati idasembuye.»

### Gutegura ifunguro rya Pasika

21Musa atumiza abakuru bose b'imiryango ya Israheli, maze arababwira ati «Nimugende mutoranye itungo, murebe irikwiranye n'ingo zanyu, maze mutambe Pasika.

22Muzende umushandiko w'icyuhagiro, mwinike mu maraso azaba ari ku ibesani; ayo maraso azaba ari ku ibesani muyasige ku mutambiko w'urugi no ku nkomanizo zombi. Naho mwebwe, ntihazagire umuntu urenga umuryango w'inzu ye, kugeza mu gitondo.

23Igihe Uhoraho azambukiranya Misiri kugira ngo ayoreke, azabona amaraso ku mutambiko w'umuryango no ku nkomanizo zawo zombi, maze Uhoraho atambuke uwo muryango, yegutuma Umunyacyorezo yinjira mu mazu yanyu ngo abarimbure.

24Ibyo maze kubabwira ni itegeko muzakurikiza, wowe n'abana bawe, iteka ryose.

25Igihe rero muzaba mwarinjiye mu gihugu Uhoraho azabaha nk'uko yabivuze mbere, muzubahirize uwo muhango.

26Abana banyu nibababaza ngo: Uwo muhango mukoze uvuga iki?

27muzabasubize muti 'Ni igitambo cya Pasika dutuye Uhoraho; kuko yahise imbere y'ingo z'Abayisraheli igihe bari mu Misiri, akica Abanyamisiri, nyamara akarokora ingo zacu.'» Nuko imbaga irapfukama, barasenga.

28Hanyuma Abayisraheli barataha, maze ibyo Uhoraho yari yategetse Musa na Aroni, byose babigenza uko yabibabwiye.

### Icyago cya cumi: urupfu rw'ibyavutse uburiza byose mu Misiri

29Igicuku rero kinishye, Uhoraho yica icyavutse uburiza cyose mu gihugu cya Misiri, guhera ku mfura ya Farawo yari kumusimbura ku ngoma kugeza ku mfura y'umunyururu uri mu buroko, no ku buriza bwose bw'amatungo.

30Muri iryo joro, Farawo arabyuka kimwe n'abagaragu be bose n'Abanyamisiri bose; maze mu Misiri hose hacura imiborogo, kuko nta rugo na rumwe rutari rufite intumbi.

31Nuko Farawo ahamagaza Musa na Aroni nijoro, arababwira ati «Nimuhaguruke mugende, mumvire mu gihugu, mwebwe n'Abayisraheli banyu, mujye gutura ibitambo Uhoraho nk'uko mwabishakaga.

32Mushorere kandi n'amatungo yanyu, amagufi n'amaremare, nk'uko mwabisabye, maze mugende! Ariko nanjye munsabire umugisha.»

33Abanyamisiri bashushubikanya Abayisraheli ngo babavire mu gihugu ako kanya.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Koko rero baravugaga bati «Twese tugiye gupfira gushira!»

34Imbaga y'Abayisraheli ihagurukana icyanga cy'imigati kitaratangira gututumba;
ibyibo babipfunyika mu bishura byabo, maze babiterera ku ntugu.

35Abayisraheli bari bagenjeje uko Musa yari yababwiye: bari batiye Abanyamisiri
ibintu bya feza, ibintu bya zahabu, n'imyambaro,

36kuko Uhoraho yari yatumye Abanyamisiri borohera imbaga ye, maze babemerera
ibyo babasabaga. Nuko basahura batyo Abanyamisiri!

37Abayisraheli bahaguruka i Ramusesi berekeza i Sukoti; bagenda ari abagabo
nk'ibihumbi magana atandatu, utabariyemo abagore n'abana.

38Byongeye, hari ikivange cy'abantu b'impunzi baturutse hirya no hino, bazamukana
na bo, hamwe n'amashyo yabo menshi y'intama n'inka.

39Icyanga cy'imigati bari bavanye mu Misiri baracyotsa, kivamo udusheshe
tw'imigati idasembuye, kuko cyari kitaraganya gututumba igihe birukanwaga mu
Misiri hutihuti. Bagiye ubudatindiganya, ndetse badateguye n'impamba.

40Abayisraheli bamaze imyaka magana ane na mirongo itatu mu Misiri.

41Iyo myaka yose imaze gushira, kuri uwo munsi nyine, imbaga y'Uhoraho yose
isohoka mu gihugu cya Misiri.

42Ryabaye ijoro ryo gutaramira Uhoraho igihe abavanye mu Misiri. Kuva ubwo, iryo
joro nyine Abayisraheli barigenera Uhoraho, maze buri mwaka bakarikoramo
igitaramo, uko ibihe bigenda bisimburana.

### Andi mategeko yo guhimbaza Pasika

43Uhoraho abwira Musa na Aroni, ati «Dore amabwiriza yerekeye Pasika: Nta
munyamahanga uzayiryaho.

44Umucakara wese uzaba yaraguzwe ifeza, uzabanze umugenye, maze abone
kuyiryaho.

45Naho umushyitsi n'umucanshuro, bo ntibazayiryeho.

46Muzayirire mu nzu nyirizina. Ntihazagire inyama zayo musohokana hanze, kandi
ntihazagire igufwa ryayo muvuna.

47Imbaga yose ya Israheli izahimbaze Pasika.

48Nihagira umusuhuke ucumbitse iwawe, agashaka na we guhimbaza Pasika yo
gusingiza Uhoraho, bizaba ngombwa ko uwitwa umuhungu wese umukomokaho
abanza kugenywa; hanyuma azemererwe kuyihimbaza, kuko noneho azaba abaye
nk'umwenegihugu. Ariko nta n'umwe uzayiryaho atabanje kugenywa.

49Itegeko rero rizaba rimwe ku muturage no ku musuhuke uzaba abatuyemo.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

50Abayisraheli bose bakora uko Uhoraho yari yategetse Musa na Aroni; babigenza batyo.

51Nuko kuri uwo munsi nyine, Uhoraho avana Abayisraheli mu gihugu cya Misiri, akurikije imitwe baremye.

## Iyimukamisiri 13

### Ikivutse uburiza cyose muri Israheli kizaturwe Imana

1Uhoraho abwira Musa aya magambo, ati

2«Uburiza bwose muri Israheli, uzabunture, bwaba ari ubw'umuntu cyangwa se ubw'itungo: ni ubwanjye.»

3Musa abwira rubanda, ati «Muzajye mwibuka wa munsi mwaviriyeho mu Misiri, mu nzu y'ubucakara, kuko Uhoraho yabakuyeyo abigirishije imbaraga z'ukuboko kwe. Ntimuzarye imigati isembuye kuri uyu munsi,

4kuko musohotse ubu ngubu mu kwezi kw'Amahundo.

5Igihe rero Uhoraho azaba yakwinjije mu gihugu cy'Abakanahani, n'Abahiti, n'Abahemori, n'Abahivi, n'Abayebuzi, ari na cyo yarahiriye abakurambere bawe ko azakiguha, igihugu gitemba amata n'ubuki, uzakore uyu muhango muri uku kwezi nyine.

6Uzamare iminsi irindwi utunzwe gusa n'imigati idasembuye; maze ku munsi wa karindwi hazabe umunsi mukuru wo gusingiza Uhoraho.

7Bazamara iminsi irindwi barya imigati idasembuye. Ntihazagire umugati usembuye uboneka iwawe, ntihazagire umusemburo uboneka iwawe mu gihugu cyawe cyose.

8Kuri uwo munsi uzasobanurire umwana wawe, uti 'Tugenza dutyo twibuka ibyiza Uhoraho yatugiriye igihe adukuye mu Misiri.'

9Uhoraho yagukuye mu Misiri abigirishije imbaraga z'ukuboko kwe. Ngicyo ikizakubera nk'ikimenyetso mu kiganza cyawe, cyangwa urwibutso ruri hagati y'amaso , kugira ngo itegeko ry'Uhoraho rihame mu kanwa kawe.

10Uzubahirize iryo tegeko igihe cyaryo kigeze, uko imyaka igenda isimburana.

11Igihe rero Uhoraho azaba yakwinjije mu gihugu cy'Abakanahani, maze akakikwegurira nk'uko yabikurahiye ubwawe n'abakurambere bawe,

12uzature Uhoraho ikivutse uburiza cyose ku mugore, n'ikivutse uburiza cyose ku matungo uzaba ufite: uburiza bwose bw'igitsinagabo bugenewe Uhoraho.

13Icyakora uburiza bwose bw'indogobe, uzabucunguze isekurume y'intama; niba utayibucunguje, uzabuvune ijosi. N'umuhungu wese w'imfura mu bana bawe, na we uzamucunguze itungo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14Igihe rero umwana wawe azakubaza ngo: ’Ibi ngibi bivuga iki?’ uzamusubize uti ’Ni uko Uhoraho yatuvanye mu Misiri, mu nzu y’ubucakara, abigirishije imbaraga z’ukuboko kwe.

15Koko rero, Farawo yari yanze kuturekura ngo tugende, maze Uhoraho yica ibyavutse uburiza byose mu gihugu cya Misiri, kuva ku mfura y’umuntu kugeza ku buriza bw’amatungo. Ngiyo impamvu ituma ntura Uhoraho igitambo cy’ibivutse uburiza byose by’igitsinagabo, ariko ngacungura imfura yose mu bahungu banjye.’

16Ibyo bizakubera nk’ikimenyetso mu kiganza cyawe, cyangwa hagati y’amaso yawe, byibutse ko Uhoraho yatuvanye mu Misiri ku bubasha bw’ukuboko kwe.»

### Imana inyuza Abayisraheli mu nzira iziguye

17Farawo amaze kurekura imbaga y’Abayisraheli ngo bigendere, Imana ntiyabanyujije mu nzira iboneza mu gihugu cy’Abafilisiti , n’ubwo ari yo yari iy’ubusamo; kuko Imana yibwiraga iti «Hato iyi mbaga itazisubiraho ku mpamvu yo gutinya imirwano, maze bakisubirira mu Misiri!»

18Imana rero inyuza rubanda mu nzira iziguye, ahagana mu butayu bwegereye Inyanja y’Urufunzo. Abayisraheli bimutse mu gihugu cya Misiri bigabanyijemo imitwe.

19Musa yimukana amagufwa ya Yozefu, kuko Yozefu uwo yari yarabisabye Abayisraheli, akabarahiza ababwira ati «Imana ntizabura kubatabara; icyo gihe muzave muri iki gihugu mujyanye n’amagufwa yanjye!»

20Bahaguruka rero i Sukoti, baca ingando ahitwa Etamu, ku musezero w’ubutayu.

21Uhoraho ubwe yabagendaga imbere: ku manywa yabaga ari mu nkingi y’agacu kugira ngo abayobore inzira, nijoro akaba ari mu nkingi y’umuriro kugira ngo abamurikire; bityo bagashobora kugenda ku manywa na nijoro.

22Inkingi y’agacu ntiyaburaga na rimwe kujya rubanda imbere ku manywa, n’inkingi y’umuriro ikabagenda imbere nijoro.

## Iyimukamisiri 14

### Abanyamisiri bakurikirana Abayisraheli

1Uhoraho abwira Musa, ati

2«Bwira Abayisraheli bahindure icyerekezo, maze bagaruke bace ingando ahateganye na Pi-Hahiroti, hagati y’i Migidoli n’Inyanja. Hafi y’i Behali-Sefoni, ahateganye n’aho hantu, ku nkombe y’Inyanja, ni ho bazaca ingando.

3Maze Farawo azabone ubwigamba ku Bayisraheli ngo: Dore bayobagurikiye mu gihugu, ubutayu bwabazitiye!

4Ubwo nzatera umutima wa Farawo kunangira, maze azabakurikirane. Nyamara

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nzagaragaza ikuzo ryanjye, nkorere ishyano Farawo n'ingabo ze zose, maze Abanyamisiri bazamenyereho ko ari jyewe Uhoraho.» Nuko Abayisraheli babigenza batyo.

5Umwami wa Misiri aza kumenya ko umuryango w'Abayisraheli wacitse. Ubwo ngubwo umutima wa Farawo n'uw'abagaragu be urabirinduka; maze baravuga bati «Byagenze bite rwose kugira ngo tureke Abayisraheli bagenda, bekuzadukorera ukundi?»

6Nuko Farawo azirikisha amafarasi ku igare rye, akoranya n'ingabo ze, baragenda.

7Yajyanye amagare magana atandatu y'indobanure, n'amagare yose ya Misiri, hamwe n'abagabo bita kuri buri gare.

8Nuko Uhoraho atera umutima wa Farawo umwami wa Misiri kunangira, maze yiruka ku Bayisraheli, kuri abo Bayisraheli nyine bari basohotse bishimiye kwigenga.

9Abanyamisiri rero babirukaho, maze babashyikirira aho baciye ingando iruhande rw'Inyanja: amafarasi yose akurura amagare ya Farawo, n'abarwanira ku mafarasi, hamwe n'izindi ngabo ze, babashyikirira hafi y'i Pi-Hahiroti, hateganye na Behali-Sefoni.

10Kubera ko Farawo yari amaze kubasatira, Abayisraheli bakebutse, babona Abanyamisiri baje babateye! Nuko Abayisraheli bakuka umutima bitavugwa, baganyira Uhoraho.

11Babwira Musa, bati «Mbese Misiri yari ibuze imva byatuma utuzana ngo tugwe hano mu butayu? Watugenjeje ute kugira ngo utuvane mu Misiri?

12Nta bwo twari twarakubwiriye mu Misiri tuti 'Tureke tube abagaragu b'Abanyamisiri, kuko ikiruta ari uko twaba abagaragu b'Abanyamisiri, aho kugwa mu butayu?'»

13Musa rero abwira rubanda, ati «Mwigira ubwoba! Nimukomere, maze muze kwirebera uko Uhoraho abarokora uyu munsi! Koko rero Abanyamisiri muruzi none, nta bwo muzongera kubabona ukundi.

14Uhoraho ubwe ni we uri burwane mu kigwi cyanyu, naho mwebwe mwigaramiye!»

### Imana ica icyambu mu nyanja nyirizina

15Uhoraho abwira Musa, ati «Igituma ukabya kuntakambira ni iki? Bwira Abayisraheli bashyire nzira.

16Naho wowe, ngaho bangura inkoni yawe, urambure ukuboko ukwerekeza ku nyanja, uyicemo icyambu, maze Abayisraheli bagende ku maguru mu ngeri y'inyanja humutse.

17Naho jyewe ngiye gutera umutima w'Abanyamisiri kunangira, kugira ngo


© 2012, Bible Society of Rwanda.

bayishokemo babakurikiye, maze ngaragaze ikuzo ryanjye nkorera ishyano Farawo n'ingabo ze zose, n'amagare ye n'abanyamafarasi be.

18Abanyamisiri bazamenya ko ari jyewe Uhoraho, nimara kugaragaza ikuzo ryanjye nkorera ishyano Farawo n'amagare ye n'abanyamafarasi be.»

19Umumalayika w'Imana wari urangaje imbere y'ingabo z'Abayisraheli, aragenda maze noneho ajya inyuma yabo; na ya nkingi y'agacu yabahoraga imbere, irimuka ihagarara inyuma yabo,

20ijya hagati y'ingando y'Abanyamisiri n'ingando y'Abayisraheli. Haba ka gacu kamurika, ariko haba n'umwijima mwinshi, bituma ingamba zombi zidashyikirana ijoro ryose.

21Musa arambura ukuboko kwe akwerekeza ku nyanja, maze muri iryo joro ryose Uhoraho atsurisha inyanja umuyaga w'inkubi uturuka mu burasirazuba. Inyanja irakama; amazi yayo yigabanyamo kabiri,

22ku buryo Abayisraheli bagendaga ku maguru mu ngeri y'inyanja, naho amazi yemaraye nk'inkike iburyo n'ibumoso bwabo.

23Nuko Abanyamisiri babirukaho, amafarasi yose ya Farawo hamwe n'amagare ye n'abanyamafarasi be bashoka mu nyanja nyirizina babakurikiye.

24Ngo bigere mu museke, Uhoraho arebera ingabo z'Abanyamisiri muri ya nkingi y'umuriro n'agacu, maze atera impagarara mu ngabo z'Abanyamisiri;

25abuza ibiziga by'amagare yabo kugenda, kuyatwara bikabagora. Ubwo Abanyamisiri barabwirana bati «Nimuze duhunge Abayisraheli, kuko Uhoraho arwana mu kigwi cyabo yibasiye Misiri!»

26Nuko Uhoraho abwira Musa, ati «Rambura ukuboko kwawe werekeza ku nyanja, kugira ngo amazi agaruke yibumbire hejuru y'Abanyamisiri, hejuru y'amagare yabo n'abanyamafarasi babo!»

27Musa rero arambura ukuboko kwe akwerekeza ku nyanja; maze izuba rigiye kurasa, amazi agaruka mu mwanya yari asanzwemo. Abanyamisiri bakubana bayahunga, ariko Uhoraho yararika Abanyamisiri mu ngeri y'inyanja.

28Amazi asubiranye, atwikira amagare n'abanyamafarasi, n'izindi ngabo zose za Farawo zari zashotse mu nyanja zikurikiranye Abayisraheli; ntihagira n'umwe ucika ku icumu.

29Nyamara Abayisraheli bo bari binyuriye mu nyanja nyirizina humutse, amazi yemaraye nk'inkike iburyo n'ibumoso bwabo.

30Nuko uwo munsi Uhoraho akiza Abayisraheli igitero cy'Abanyamisiri; maze Abayisraheli babona ku nkombe y'inyanja Abanyamisiri babaye imirambo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

31 Abayisraheli babona ukuntu Uhoraho yatsembesheje Abanyamisiri ububasha bukomeye; maze imbaga yose itangira gutinya Uhoraho, yemera Uhoraho na Musa umugaragu we.

## Iyimukamisiri 15

### Indirimbo Musa n'Abayisraheli baririmbiye Uhoraho

1 Nuko Musa hamwe n'Abayisraheli baririmbira Uhoraho iyi ndirimbo, bavuga bati «Ndaririmba Uhoraho, kuko yisesuyeho ikuzo, ifarasi n'uyirwaniraho yabiroshye mu nyanja!

2 Uhoraho ni we mbaraga zanjye, ni we ndirimba. Ni we wankijije! Ni we Mana yanjye, reka musingize, ni we Imana ya data, reka mushimagize.

3 Uhoraho ni intwari ku rugamba, izina rye ni Uhoraho!

4 Amagare ya Farawo hamwe n'ingabo ze yabiroshye mu nyanja, abanyamafarasi be b'imena bamirwa n'Inyanja y'Urufunzo.

5 Ibizenga by'ikuzimu birabatwikira, barigita mu mazi ikuzimu boshye ibuye!

6 Uhoraho, indyo yawe irangwa n'ububasha, indyo yawe, Uhoraho, yajanjaguye umwanzi;

7 urimbura abanzi bawe ubigiranye ubuhangange butangaje, maze uburakari bwawe bukaze bukabatwika nk'ibyatsi byumye.

8 Wahumekeye mu mazuru yawe, maze amazi arakorana, imivumba ihagarara nk'ikirundo, imihengeri yemarara mu nyanja nyirizina.

9 Umwanzi yari yibwiye ati «Ndabirukaho mbafate, ndigabanya iminyago, maze inda yanjye iyihage; ndakura inkota, maze ukuboko kwanjye kubatsembe.»

10 Wabyukije umuyaga wawe, maze inyanja irabatwikira, barokera nk'ibuye ry'icyuma mu ngeri y'amazi!

11 Uhoraho, mbese ni iyihe mana yahwana nawe? Ni iyihe ihwanye nawe, wowe urabagirana ubutungane? Ugatera ubwoba mu byo ukora bitangaje? Ugakora ibintu bihebuje?

12 Warambuye indyo yawe, isi irabamira.

13 Wabaye indahemuka, uyobora imbaga wironkeye, ku bubasha bwawe uyerekeza mu Ngoro yawe ntagatifu.

14 Amahanga yarabyumvise ahinda umushyitsi, Abafilisiti barakangarana,

15 Abatware ba Edomu bakuka umutima, ibikomangoma bya Mowabu biradagadwa, abaturage bose b'i Kanahani babura iyo bakwirwa.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16Ubukangarane n'ubuhahamuke birabataha, ubuhangange bw'ukuboko kwawe, Uhoraho, bwatumye bajunjama nk'ibuye, baraceceka igihe imbaga yawe iriho itambuka, igihe imbaga wironkeye iriho itambuka.

17Abawe uzabijyanira, maze ubatuze ku musozi wagize ubukonde bwawe , ahantu wigiriye ikibanza cyawe, Uhoraho, mu Ngoro wiyubakiye n'amaboko yawe, Nyagasani.

18Uhoraho ni Umwami ingoma ibihumbi!»

19Amafarasi ya Farawo hamwe n'amagare ye n'abayarwaniraho binjiye mu nyanja, maze amazi y'inyanja Uhoraho ayabagarura hejuru, naho Abayisraheli bo bigendera ahumutse mu nyanja nyirizina.

20Nuko umuhanuzikazi Miriyamu, mushiki wa Aroni, afata ingoma mu ntoki, maze abagore bose bamukurikira bavuza utugoma kandi babyina.

21Miriyamu abaterera, agira ati «Nimuririmbe Uhoraho, kuko yisesuyeho ikuzo, ifarasi n'uyirwaniraho yabiroshye mu nyanja!»

## URUGENDO RW'ABAYISRAHELI MU BUTAYU

### Amazi y'i Mara

22Musa ahagurutsa Abayisraheli ku Nyanja y'Urufunzo, bagenda berekeje mu butayu bwa Shuru. Bamara iminsi itatu bagenda muri ubwo butayu, batabona amazi.

23Bagera i Mara, ariko ntibashobora kunywa amazi y'i Mara, kuko yaruraga: ni na cyo cyatumye aho hantu bahita Mara.

24Nuko rubanda bitotombera Musa, bati «Turanywa iki?»

25Musa atakambira Uhoraho, maze Uhoraho amurangira igiti cy'ubwoko atari azi. Musa ngo akijugunye muri ayo mazi, amazi ahita aryoha. Aho ngaho ni ho Uhoraho yabahereye amategeko n'imigenzo bazajya bakurikiza; ni na ho Uhoraho yabageragereje.

26Hanyuma aravuga ati «Niwumva neza ibyo Uhoraho Imana yawe akubwira, ugakora ibitunganye mu maso ye, ugatega amatwi amategeko ye kandi ugakurikiza amateka ye yose, nta bwo nzaguteza icyago na kimwe mu byo nateje Abanyamisiri; kuko ari jye Uhoraho ugukiza.»

27Amaherezo bagera ahitwa Elimu: hari amasoko cumi n'abiri y'amazi n'ibiti mirongo irindwi by'imikindo. Nuko baca ingando aho ngaho iruhande rw'amazi.

## Iyimukamisiri 16

### Uhoraho atungisha Abayisraheli manu n'inkware

1Bahaguruka Elimu, maze imbaga yose y'Abayisraheli itaha mu butayu bwa Sini buri hagati ya Elimu na Sinayi; hari ku munsi wa cumi n'itanu w'ukwezi kwa kabiri kuva


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

aho bimukiye mu Misiri.

2Aho mu butayu, ikoraniro ryose ry'Abayisraheli ryitotombera Musa na Aroni.

3Abayisraheli barababwira bati «Yewe! Iyo byibura twicwa n'ukuboko k'Uhoraho tukiri mu gihugu cya Misiri, igihe twari twiyicariye iruhande rw'inkono z'inyama, twirira n'imigati uko dushaka! Ubu mwatuzanye muri ubu butayu kugira ngo mwicishe inzara iyi mbaga yose!»

4Nuko Uhoraho abwira Musa, ati «Dore ngiye kubagushaho nk'imvura umugati uturutse mu ijuru. Uko bukeye rubanda bazajya basohoka, batoragure ibyo bakeneye uwo munsi. Nzabagerageza ntyo, ndebe niba bazakurikiza amategeko yanjye cyangwa niba batazayakurikiza.

5Ku munsi wa gatandatu, nibategura ibyo bazaba batoraguye, bazasanga ari incuro ebyiri z'ibyo batoraguraga buri munsi.»

6Musa na Aroni babwira Abayisraheli bose, bati «Iki kigoroba muraza kumenya ko Uhoraho ari we wabavanye mu gihugu cya Misiri;

7kandi mu gitondo muzabona ikuzo ry'Uhoraho, kuko yumvise umwijujuto wanyu mwitotombera Uhoraho. Twebwe se turi iki ngo mutwijujutire?»

8Musa arongera ati «Iki kigoroba Uhoraho araza kubaha inyama zo kurya, n'ejo mu gitondo azabahe imigati ibahagije; kuko Uhoraho yumvise umwijujuto wanyu mumwijujutira! Naho se twebwe turi iki? Si twebwe mwijujutira, ahubwo ni Uhoraho ubwe.»

9Musa abwira Aroni, ati «Bwira imbaga yose y'Abayisraheli uti 'Nimwigire hafi imbere y'Uhoraho, kuko yumvise umwijujuto wanyu.'»

10Mu gihe Aroni yabwiraga ikoraniro ryose ry'Abayisraheli, berekeza amaso ahagana mu butayu, maze ikuzo ry'Uhoraho ribabonekera riri mu gacu.

11Uhoraho abwira Musa, ati

12«Numvise umwijujuto w'Abayisraheli. Babwire uti 'Nimugoroba, mu kabwibwi, murarya inyama; n'ejo mu gitondo muzahage umugati, maze mumenyereho ko ari jye Uhoraho Imana yanyu.'»

13Ngo bugorobe, haduka inkware zigwa ari nyinshi mu ngando; na mu gitondo basanga mu mpande z'ingando hatonze ikime kibambitse.

14Icyo kime kimaze kweyuka, babona mu butayu utuntu tumeze nk'utubuto, twererana nk'urubura ku butaka.

15Abayisraheli baritegereza, maze barabazanya bati «Man hu», ari byo kuvuga ngo «Iki ni iki ?» kuko batari bazi icyo ari cyo. Musa arababwira ati «Icyo ni umugati Uhoraho abahaye ngo murye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16Dore icyo Uhoraho yategetse: Buri muntu atoragure ibihwanye n'ibyo abashije kurya; mutoragure omeru imwe kuri buri muntu, bikurikije umubare w'abantu bo mu ihema rye.»

17Abayisraheli babigenza batyo. Baratoragura: bamwe byinshi, abandi bike.

18Hanyuma bagapimisha omeru; uwabaga yatoraguye byinshi ntagire na busa arenzaho, kandi n'uwabaga yatoraguye bike ntatubirwe na busa: mbese buri muntu yatoraguraga ibyo yari abashije kurya.

### Andi mabwiriza yerekeye manu

19Musa arababwira ati «Ntihazagire ugira icyo araza!»

20Nyamara bamwe ntibumvira Musa, bagira ibyo babika kugeza mu gitondo; ariko hazamo inyo, biranuka. Nuko Musa arabarakarira.

21Kuva ubwo, buri gitondo bakajya batoragura ibihwanye n'ibyo buri muntu abashije kurya; izuba ryava, ibisigaye bigashonga.

22Ku munsi wa gatandatu batoraguraga ibyo kurya bihwanye n'incuro ebyiri, omeru ebyiri kuri buri muntu. Abakuru b'imbaga bose baza kubimenyesha Musa.

23Arabasubiza ati «Ibyo ni byo Uhoraho yavuze. Ejo ni umunsi w'ikiruhuko, isabato y'Uhoraho: nimuteke ibyo mufite guteka, mushyushye mu mazi ibyo mufite byo gushyushya mu mazi, maze ibisagutse mubizigamire umunsi ukurikiyeho.»

24Babizigamira umunsi ukurikiyeho nk'uko Musa yari yabitegetse. Nyamara byo ntibyagaga, kandi ntibyagwa inyo.

25Musa aravuga ati «Nimubirye uyu munsi wa none, kuko none ari isabato y'Uhoraho; uyu munsi ntimwabibona ku gasozi.

26Mujye mubitoragura mu minsi itandatu; naho umunsi wa karindwi, ni ikiruhuko, ntibizajya biboneka.»

27Nyamara ku munsi wa karindwi, abantu bamwe bajya kubitoragura, ariko ntibagira icyo babona.

28Nuko Uhoraho abwira Musa, ati «Muzahereza hehe kwanga gukurikiza amategeko yanjye n'amabwiriza yanjye?

29Umva, kubera ko Uhoraho yabahaye isabato, ni cyo gituma ku munsi wa gatandatu abaha n'ifunguro ry'iminsi ibiri. Nimugume rero iwanyu, ntihakagire umuntu uva ahantu ari ku munsi wa karindwi.»

30Nuko rubanda bakajya baruhuka ku munsi wa karindwi.

31Inzu ya Israheli ibyita izina rya manu. Byari bimeze nk'utubuto twa koriyanderi, bikererana kandi bikaryoha nk'agasheshe k'umugati gakoreshejwe ubuki.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

32 Musa aravuga ati «Dore ibyo Uhoraho ategetse: Nimwuzuze izo manu mu kabindi, mukabike neza kugira ngo urubyaro rwanyu ruzarebe umugati nabagaburiye mu butayu, igihe mbavanye mu gihugu cya Misiri.»

33 Musa abwira Aroni, ati «Wende urwabya, usukemo manu ingana na omeru imwe, maze urutereke imbere y'Uhoraho, kugira ngo ubizigamire urubyaro rwanyu.»

34 Uko Uhoraho yari yabitegetse Musa, Aroni atereka ka kabindi imbere y'Imana, mu ihema ryayo ritagatifu, kugira ngo bibikwe.

35 Abayisraheli batunzwe na manu imyaka mirongo ine, kugeza igihe bagereye mu gihugu gituwe; bariye manu kugeza igihe bagereye ku mipaka y'igihugu cya Kanahani.

36 Omeru ni igipimo gihwanye na kimwe cya cumi cy'igipimo bita efa.

## Iyimukamisiri 17

### Amazi y'i Massa n'i Meriba

1 Imbaga yose y'Abayisraheli ihaguruka mu butayu bwa Sini, ngo bakomeze urugendo rwabo uko Uhoraho yabishakaga. Bageze i Refidimu bahaca ingando, ariko ntibahabona amazi yo kunywa.

2 Nuko rubanda batera amahane kuri Musa, bakamubwira bati «Duhe amazi yo kunywa!» Musa arabasubiza ati «Kuki munteraho amahane? Igituma mugerageza Uhoraho ni iki?»

3 Nuko imbaga yose yicirwa n'inyota mu butayu, rubanda bitotombera Musa, bavuga bati «Kuki watuvanye mu Misiri? Ni ukugira ngo utwicishe inyota hamwe n'abana bacu n'amatungo yacu?»

4 Musa atakambira Uhoraho avuga ati «Iyi mbaga ndayigenza nte? Ni akanya gato bakanyicisha amabuye!»

5 Uhoraho abwira Musa, ati «Jya imbere ya rubanda, ujyane na bamwe mu bakuru b'imiryango ya Israheli; ufate na ya nkoni yawe wakubitaga mu ruzi, maze ugende.

6 Dore ndi buguhagarare imbere, hejuru ya ruriya rutare ruri ku musozi wa Horebu. Uze gukubita urutare, rutobokemo amazi, maze rubanda banywe.» Musa rero abigenza atyo, mu maso y'abakuru b'imiryango ya Israheli.

7 Aho hantu ahita izina rya Massa na Meriba, (ari byo kuvuga Kigeragezo na Rwiyenzo), ku mpamvu y'urwiyenzo Abayisraheli bari bamushatseho, no kubera ko bari bagerageje Uhoraho, bavuga ngo: Mbese Uhoraho aturimo, cyangwa se si byo?

### Abamaleki barwanya Abayisraheli

8 Nuko igitero cy'Abamaleki kiraza, maze kirwanya Israheli i Refidimu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Ni bwo Musa abwiye Yozuwe, ati «Dutoranyirize intwari, maze ujye kurwanya Abamaleki; ejo nzahagarara mu mpinga ya kariya gasozi, mfite inkoni y'Imana mu kiganza cyanjye.»

10Yozuwe agenza uko Musa yari yamubwiye. Arwana n'Abamaleki; naho Musa na Aroni na Huru bazamuka mu mpinga y'agasozi.

11Iyo Musa yabaga ateze amaboko, Abayisraheli baraganzaga; naho yaba amanuye amaboko, Abamaleki bakaganza.

12Hashize igihe, amaboko ya Musa aza kunanirwa. Nuko benda ibuye barimwicazaho; Aroni na Huru bakaramira amaboko ye, umwe ari mu ruhande rumwe, undi mu rundi. Bityo amaboko ye aguma hamwe, kugeza igihe izuba rirenga.

13Nuko Yozuwe amarira ku bugi bw'inkota Amaleki n'ingabo ze.

14Uhoraho abwira Musa, ati «Andika ibyo ngibyo mu gitabo, bizabe urwibutso, kandi umenyeshe Yozuwe ko nzasibanganya burundu Abamaleki mu nsi y'ijuru, ku buryo batazongera kubibuka!»

15Musa yubaka urutambiro, arwita 'Uhoraho-ibendera- ryanjye.'

16Nuko aravuga ati «Ubwo Amaleki yamanitse ukuboko irwanya ijabiro ry'Uhoraho, Uhoraho na Amaleki bazagirana inzigo ingoma ibihumbi!»

## Iyimukamisiri 18

### Musa ahura na sebukwe Yetero

1Yetero, umuherezabitambo w'i Madiyani, sebukwe wa Musa, aza kumenya ibyo Imana yagiriye Musa na Israheli umuryango wayo, amenya ukuntu Uhoraho yavanye Israheli mu Misiri.

2Yetero, sebukwe wa Musa, ajyana Sipora umugore wa Musa (kuko Musa yari yaramwohereje iwabo),

3ajyana kandi n'abahungu ba Sipora. Umwe yitwaga Gerishomu (ari byo kuvuga Musuhuke) kuko Musa yavugaga ati «Ndi umusuhuke mu gihugu cy'amahanga»;

4undi akitwa Eliyezeri (ari byo kuvuga Hakizimana yanjye) kuko Musa yavugaga ati «Imana ya data yarantabaye, maze inkiza inkota ya Farawo.»

5Yetero, sebukwe wa Musa, hamwe n'abahungu ba Musa n'umugore we, baza bamusanga aho yari acumbitse mu butayu ku musozi w'Imana.

6Atuma kuri Musa, ati «Ni jyewe Yetero sobukwe; nje ngusanga ndi kumwe n'umugore wawe n'abahungu be bombi bamuherekeje.»

7Musa ajya gusanganira sebukwe. Amugeze imbere, arapfukama, aramuhobera. Bamaze kuramukanya, binjira mu ihema.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8Nuko Musa atekerereza sebukwe ibyo Uhoraho yakoreye Farawo na Misiri byose ku mpamvu ya Israheli, amubwira n'amagorwa yose bari bagiriye mu nzira, n'ukuntu Uhoraho yayabakijije.

9Yetero yishimira ibyiza byose Uhoraho yari yaragiriye Abayisraheli igihe abakijije ikiganza cy'Abanyamisiri.

10Nuko Yetero aravuga ati «Haragasingizwa Uhoraho wabakijije Abanyamisiri na Farawo, maze imbaga akayikiza ubucakara bw'Abanyamisiri!

11Noneho menye neza ko Uhoraho aruta imana zose, kuko yazitsinze igihe zahigiraga abe.»

12Nuko Yetero, sebukwe wa Musa, atura igitambo gitwikwa, n'ibindi bitambo bigenewe Imana. Aroni n'abakuru bose b'imiryango ya Israheli baza kwifatanya na sebukwe wa Musa basangirira imbere y'Imana izo nyama z'ibitambo.

**Musa ashyiraho abamufasha guca imanza**

13Bukeye Musa yicara mu nteko ngo acire rubanda imanza. Rubanda rero bakiririrwa bahagaze imbere ya Musa kuva mu gitondo kugeza nimugoroba.

14Sebukwe wa Musa ngo abone ibyo yakoreraga rubanda, aravuga ati «Mbese ibyo ni iki ugirira bariya bantu? Ni iki gituma uca imanza wenyine, maze rubanda bose bakiririrwa baguhagaze imbere kuva mu gitondo kugeza nimugoroba?»

15Musa asubiza sebukwe, ati «Ni uko rubanda bansanga kugira ngo basiganuze Imana.

16Iyo bafite icyo bapfa, baransanga, nkabakiranura; hanyuma nkabamenyesha amabwiriza y'Imana n'amategeko yayo.»

17Sebukwe wa Musa aramusubiza ati «Uko ugenza uko, nta bwo ari byiza!

18Bizagera aho bikurembye, binanize n'iyi mbaga muri kumwe. Uwo murimo uzakuvuna; nta bwo ushobora kuwurangiza wenyine.

19Noneho umva nkubwire! Ngiye kukugira inama, maze Imana ibe kumwe nawe. Wowe ujye uhagararira rubanda imbere y'Imana, abe ari wowe ugeza imanza zabo ku Mana,

20ubatoze amabwiriza n'amategeko, kandi ubamenyeshe inzira bagomba kunyuramo, hamwe n'ibyo bagomba gukora.

21Ahasigaye, utoranye muri rubanda rwose abantu b'inyangamugayo kandi batinya Imana, abantu b'intabera kandi batikanyiza; maze ubagire abatware bategeka abantu igihumbi, n'abatware bategeka abantu ijana, n'abatware bategeka abantu mirongo itanu, n'abatware bategeka abantu cumi.

22Bajye bacira rubanda imanza zisanzwe; imanza zikomeye bajye bazikuzanira, naho


© 2012, Bible Society of Rwanda.

bo bace imanza zoroheje. Bityo ugabanye umuzigo wawe, mufatanye kuwikorera.

23Nukora utyo, uzashobora kurangiza icyo Imana igushakaho, kandi iyi mbaga izashobore gusubira imuhira amahoro.»

24Musa yumvira sebukwe, maze akora ibyo yari yavuze byose.

25Musa atoranya muri Israheli yose abantu b'inyangamugayo, maze abashyiraho ngo babe abatware ba rubanda: abatware bategeka abantu igihumbi, n'abatware bategeka abantu ijana, n'abatware bategeka abantu mirongo itanu, n'abatware bategeka abantu icumi.

26Bagacira rubanda imanza zisanzwe; bagashyira Musa imanza zose ziruhije, naho bo bagaca imanza zose zoroheje.

27Nuko Musa asezerera sebukwe, asubira mu gihugu cy'iwabo.

## Iyimukamisiri 19

### Imana imenyesha Abayisraheli ko izagirana na bo Isezerano

1Mu kwezi kwa gatatu nyuma y'aho Abayisraheli baviriye mu Misiri, uwo munsi nyine, bagera mu butayu bwa Sinayi.

2Bari bahagurutse i Refidimu, bataha mu butayu bwa Sinayi, nuko baca ingando muri ubwo butayu. Israheli ica ingando aho ngaho, hateganye n'umusozi.

3Musa rero azamuka umusozi asanga Imana. Uhoraho amuhamagarira mu mpinga y'umusozi, avuga ati «Bwira utya inzu ya Yakobo, kandi utangarize Abayisraheli, uti

4'Mwiboneye ubwanyu ibyo nakoreye Misiri, n'ukuntu mwebwe nabahetse nk'uko kagoma iguruka ihetse abana bayo, maze nkabazana mbiyegereza.

5None rero nimwumva ibyo mbabwira, mukubahiriza Isezerano ryanjye, muzaba abanjye bwite mu miryango yose, n'ubwo isi yose na yo ari iyanjye;

6ariko mwebwe muzambera urugaga rw'intore zinshengerera n'umuryango mutagatifu'. Ngayo amagambo uza kubwira Abayisraheli.»

7Musa araza, akoranya abakuru ba rubanda, maze abasubirira muri ayo magambo yose, uko Uhoraho yari yabimutegetse.

8Imbaga yose uko yakabaye isubiza nk'umuntu umwe, iti «Ibyo Uhoraho yavuze byose tuzabirangiza!» Nuko Musa ashyira Uhoraho igisubizo cy'imbaga.

9Uhoraho abwira Musa, ati «Dore ngiye kugusanga ndi mu gicu kibuditse, kugira ngo imbaga ishobore kumva uko nzaba mvugana nawe, kandi nawe ubwawe bashobore kukwizera ubudatezuka.» Nuko Musa amenyesha Uhoraho igisubizo cy'imbaga.

### Imana ibonanira na Musa ku musozi wa Sinayi


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Uhoraho abwira Musa, ati «Genda usange rubanda maze ubatunganye none n'ejo; bamese imyambaro yabo.

11Bazabe biteguye ku munsi wa gatatu, kuko ku munsi wa gatatu nyine ari bwo Uhoraho azamanukira ku musozi wa Sinayi imbaga yose ibyirebera.

12Uzashingire rubanda urubibi batazarenga, ubabwire uti 'Mwirinde kuzamuka ku musozi, ndetse no kwegera uru rubibi'. Umuntu wese uzakandagira ku musozi, azicwa:

13ntihazagire umukoraho, ahubwo bazamwicishe amabuye cyangwa bamurase imyambi: ryaba itungo cyangwa umuntu, ntibikabeho. Ihembe nirivuga, abantu bamwe bazazamuke ku musozi.»

14Nuko Musa amanuka umusozi asanga imbaga. Atunganya imbaga; bamesa imyambaro yabo.

15Hanyuma abwira imbaga, ati «Mwitegure mu minsi itatu; ntimwegere abagore banyu.»

16Ku munsi wa gatatu, bugicya, inkuba zirahinda; imirabyo irarabya, igicu kirabudika hejuru y'umusozi, n'ijwi ry'impanda riroroma cyane; maze imbaga yose aho iri mu ngando iradagadwa.

17Musa asohora imbaga mu ngando ngo basanganire Imana, maze bahagarara mu nsi y'umusozi.

18Umusozi wa Sinayi wose wacucumukaga umwotsi, kuko Uhoraho yari yawumanukiyeho mu muriro; umwotsi wawo wacucumukaga nk'uw'itanura, n'umusozi wose ukanyeganyega bikomeye.

19Imyoromo y'impanda igenda irushaho gusakabaka: Musa yaravugaga, maze Imana ikamusubirisha imyoromo y'inkuba.

20Uhoraho rero amanukira ku musozi wa Sinayi, mu mpinga yawo, maze Uhoraho ahamagara Musa ngo aze mu mpinga y'umusozi; nuko Musa azamuka umusozi.

21Uhoraho abwira Musa, ati «Manuka, wihanangirize rubanda, bamenye ntibarenge urubibi bashaka kureba Uhoraho, hato badapfamo benshi.

22Ndetse n'abaherezabitambo basanzwe begera Uhoraho, na bo bagomba kubanza kwitunganya, hato Uhoraho atabacurangura.»

23Musa abwira Uhoraho, ati «Rubanda ntibari bushobore kuzamuka ku musozi wa Sinayi, kuko watwihanangirije uvuga uti 'Shinga urubibi uzengurutse umusozi, maze uwegurire Uhoraho.'»

24Nuko Uhoraho aramusubiza ati «Ngaho manuka, hanyuma uze kuzamukana na Aroni; nyamara, ari abaherezabitambo ari na rubanda, ntibarenge umupaka ngo


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bazamuke bagana Uhoraho, hato atabacurangura!»

25Musa rero amanuka asanga rubanda, maze arababwira......

## Iyimukamisiri 20

### Amategeko cumi y'Imana

1Nuko Imana ivuga aya magambo yose, iti

2«Ni jyewe Uhoraho Imana yawe wagukuye mu gihugu cya Misiri, mu nzu y'ubucakara:

3Nta mana zindi uzagira kereka jyewe.

4Ntuzikorere ishusho ry'iribazanyo cyangwa se ikindi kibonetse cyose; cyaba gisa n'ibiri hejuru mu kirere cyangwa n'ibiri hasi ku isi cyangwa se n'ibiri mu mazi akikije isi.

5Ntuzapfukame imbere y'ibyo bigirwamana kandi ntuzabiyoboke; kuko Imana yawe ari jyewe Uhoraho, nkaba Imana ifuha, ihanira icyaha cy'ababyeyi mu bana babo, kugeza mu gisekuruza cya gatatu no mu cya kane cy'abanyanga,

6nyamara abankunda bagakurikiza amategeko yanjye, mbagaragariza ubudahemuka bwanjye ingoma ibihumbi.

7Ntuzavuge izina ry'Uhoraho Imana yawe mu bintu by'amanjwe, kuko Uhoraho atazareka guhana uzaba yavuze izina rye mu bintu by'amanjwe.

8Urajye wibuka umunsi w'isabato, uwegurire Imana.

9Uzakore imirimo yawe yose mu minsi itandatu,

10naho uwa karindwi ni isabato y'Uhoraho Imana yawe; ntuzagire umurimo n'umwe ukora: ari wowe, ari umuhungu wawe, ari umugaragu wawe, ari umuja wawe, ari itungo ryawe, ari n'umusuhuke waje iwanyu.

11Kuko mu minsi itandatu Uhoraho yahanze ijuru n'isi, inyanja n'ibiyirimo byose, maze akaruhuka ku munsi wa karindwi. Ni cyo cyatumye Uhoraho aha umugisha umunsi w'isabato, akawiyegurira.

12Wubahe so na nyoko, kugira ngo uzarambe mu gihugu Uhoraho Imana yawe aguhaye.

13Ntuzice umuntu.

14Ntuzasambane.

15Ntuzatware umuntu ngo umugire uwawe ku ngufu.

16Ntuzavuge ibinyoma ubeshyera mugenzi wawe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17Ntuzararikire inzu ya mugenzi wawe, ntuzararikire umugore wa mugenzi wawe, cyangwa umugaragu we cyangwa umuja we cyangwa inka ye cyangwa indogobe ye, mbese ikintu cya mugenzi wawe icyo ari cyo cyose.»

18Icyo gihe, imbaga yose yumvaga inkuba n'imyoromo y'impanda, bakabona ibishashi by'umuriro n'umusozi ucucumuka umwotsi; uko babyitegereza bagahinda umushyitsi, maze bagahagarara ahitaruye.

19Babwira Musa, bati «Utwibwirire wowe, tuzumva; naho Imana ntituvugishe, hato bitatuviramo gupfa!»

20Musa asubiza imbaga, ati «Mwigira ubwoba! kuko Imana yazanywe no kugira ngo ibagerageze, maze muhore muyitinya kandi mwekuzacumura.»

21Nuko Imbaga iguma ahitaruye, naho Musa yegera umwijima ubuditse, aho Imana yari iri.

### Amategeko yerekeye urutambiro

22Nuko Uhoraho abwira Musa, ati «Ubwire Abayisraheli uti 'Mwiboneye ubwanyu ko nabavugishije nturuka mu ijuru.

23Ntimuzangenzereze nk'imana icuzwe muri feza cyangwa se muri zahabu; muramenye ntimuzihimbire ibintu nk'ibyo.

24Uzanyubakire urutambiro rw'igitaka, ari na rwo uzaturiraho ibitambo byawe bitwikwa, n'ibitambo by'ubuhoro, intama zawe n'ibimasa byawe. Ahantu hose nzaguhamagarira kunsenga, nkwibutsa izina ryanjye, nzahagusanga maze mpaguhere umugisha.

25Niba unyubakiye urutambiro rw'amabuye, ntuzarwubakishe amabuye abajwe, kuko kuyabajisha umutwero — byaba kuyaka ubusugi bwayo.

26Ntuzazamukire ku madarajya ujya ku rutambiro rwanjye, kugira ngo batabona ko nta cyo wambariyeho.

## Iyimukamisiri 21

### Amategeko yerekeye abagaragu b'Abahebureyi

1Dore amategeko uzabasobanurira:

2Nugura umucakara w'Umuhebureyi, azagukorera imyaka itandatu, mu wa karindwi azigendere yigenge, atagize icyo yishyura.

3Niba yaraje iwawe ari wenyine, azigendera wenyine; niba yari afite umugore, uwo mugore bazajyana.

4Naho niba ari shebuja wamuhaye umugore, bakabyarana abahungu cyangwa abakobwa, umugore n'abana be bazaba aba shebuja, naho we yigendere wenyine.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Niba umucakara avuze ati «Nkunze databuja, n'umugore wanjye, n'abana banjye, sinshaka kugira ubwigenge»,

6ubwo ngubwo shebuja azabimurahiza imbere y'Imana; nuko amujyane iruhande rw'umuryango cyangwa ku nkomanizo zawo, hanyuma shebuja azatoboze ugutwi kwe uruhindu, maze amukorere gicakara burundu.

7Igihe umuntu azaba yaraguze umukobwa we ngo abe umuja, nta bwo azigendera nk'abacakara b'abagabo.

8Nadashimisha shebuja wari waramwigeneye, shebuja ashobora kumugurisha. Nyamara ntazashobora kumugurisha ku munyamahanga, kuko byaba ari ukumuhemukira.

9Niba yaramugeneye umuhungu we, azamugenzereza nk'uko bagenzereza abakobwa bashyingirwa.

10Niba yishakiye undi mugore, nta cyo azagerura ku byo yahaga uwa mbere: ari ibiryo, ari imyambaro, ari n'ibihe byo kuryamana.

11Niba kandi atamugiriye ibyo ngibyo uko ari bitatu, umuja azashobora kwigendera nta ncungu, atagize icyo yishyura.

### Ibyaha bihanishwa urupfu

12Umuntu wese uzakubita undi akamwica, na we bazamwice.

13Ariko niba atari yamwubikiye, maze Imana ikamugusha gitumo mu maboko ye, nzakwereka ahantu azashobora guhungira.

14Naho umuntu nahigira mugenzi we, akamwica amwubikiye, uzamuhubuze ndetse no ku rutambiro rwanjye kugira ngo bamwice.

15Umuntu uzakubita se cyangwa nyina agomba kwicwa.

16Nihagira ushimuta umuntu akamutwara kugira ngo amucuruze, uwo nguwo agomba kwicwa, yaba amaze kumugurisha cyangwa bamumugobotoye mu maboko.

17Uzatuka se cyangwa nyina, agomba kwicwa.

### Gukubita no gukomeretsa undi

18Abantu nibarwana, maze umwe agatera undi ibuye cyangwa akamukubita ikofe, ariko ntamwice, ahubwo akamukomeretsa ku buryo agomba kuryama,

19uwamukubise azababarirwa icyaha niba nyir'ugukomereka ageze aho akabasha kubyuka no gusohoka, kabone n'aho yaba agendera ku kibando. Gusa, uwamukubise azamuriha iminsi yose yamaze atikorera, kandi agomba kumuvuza kugeza igihe akiriye.

20Umuntu nakubita inkoni umugaragu we cyangwa umuja we, maze bagapfira mu


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

maboko ye, bazahorerwa;

21ariko niba babayeho umunsi umwe cyangwa ibiri, ntibazahorerwa, kuko bari
basanzwe ari abo yiguriye ku mari ye.

22Abantu nibarwana, maze bagahutaza umugore utwite, ariko umwana akavuka nta
ngorane zindi, bazatanga indishyi y'akababaro isabwe n'umugabo w'uwo mugore,
bayitange bakurikije ibyemejwe n'ababakiranura.

23Naho rero uwo mugore niba bimugendekeye nabi, ubugingo buzishyurwe
ubugingo, ijisho ryishyurwe ijisho,

24iryinyo ryishyurwe iryinyo, ikiganza cyishyurwe ikiganza, ikirenge cyishyurwe
ikirenge,

25ubushye bwishyurwe ubushye, ubukoboke bwishyurwe ubukoboke, uruguma
rwishyurwe uruguma.

26Umuntu nakubita umugaragu we cyangwa umuja we akamumena ijisho,
azabegurira ubwigenge, bube indishyi y'ijisho ryabo;

27nakubita umugaragu we cyangwa umuja we, akamukura iryinyo, na bwo
azabegurira ubwigenge, bube indishyi y'iryinyo ryabo.

28Inka nitera ihembe umugabo cyangwa umugore, bagapfa, iyo nka izicishwa
amabuye, kandi ntibazarye inyama zayo; nyamara nyirayo azaba ari umwere.

29Ariko niba inka yari isanzwe yica, maze nyirayo aho abimenyeye ntajye
ayigendaho, maze ikica umugabo cyangwa umugore, ikabahwanya, izicishwe
amabuye, kandi nyirayo na we azicwe.

30Niba nyirayo bamuciye gutanga incungu y'amagara ye, agomba gutanga ibyo
bazamuca byose.

31Inka niyica umuhungu cyangwa umukobwa, nyirayo bazamugenzereza ibihuje
n'iryo tegeko.

32Inka niyica umucakara cyangwa umuja, bazishyura shebuja amasikeli mirongo
itatu y'ifeza, hanyuma iyo nka yicishwe amabuye.

33Umuntu nasiga iriba rirangaye, cyangwa agafukura iriba ntaripfundikire, hanyuma
inka cyangwa indogobe ikarigwamo, nyir'iriba azatanga indishyi:

34azariha nyir'itungo igiciro cya feza gihwanye n'iryo tungo, maze we asigarane
ibyapfa byaryo.

35Inka y'umuntu nitera ihembe inka y'undi ikayihwanya, ba nyirazo bazagurishe inka
isigaye ari nzima, bigabanye ikiguzi cyayo; bagabane kandi n'inka yapfuye.

36Niba byari bizwi ko iyo nka yari isanzwe yica, maze nyirayo ntayigendeho,


© 2012, Bible Society of Rwanda.

azatanga indishyi, inka yishyurwe indi, we asigarane ya nka yapfuye.

### Kwiba amatungo

37Umuntu niyiba inka cyangwa intama, maze akayibaga cyangwa akayigurisha, azariha inka eshanu zihwane n'iyo nka, n'intama enye zihwane n'iyo ntama.

## Iyimukamisiri 22

1Umujura nafatirwa mu cyuho nijoro, bakamukubita agapfa, nta we uzabazwa amaraso ye;

2nyamara niba afashwe yiba ku manywa y'ihangu, bazabazwa amaraso ye. Uwo mujura agomba kuriha ibyo yibye; niba ari nta cyo atunze, azagurishwe ubwe, kugira ngo arihe ibyo yibye.

3Itungo azaba yibye, — ari inka, ari indogobe cyangwa intama —, narifatanwa rikiri rizima, azaririha incuro ebyiri.

### Kwangiza iby'abandi

4Umuntu nareka amatungo ye akajya kona imyaka cyangwa imizabibu y'undi, ntayakuremo, azariha ibyangijwe, atange ibivuye mu murima we uruta iyindi cyangwa ibivuye mu muzabibu we uruta iyindi afite.

5Umuntu nacana umuriro, ukagurumana, ugakwira mu bihuru by'amahwa, maze ugatwika imirara y'ingano, cyangwa ingano zigihagaze mu murima, uzaba yacanye iyo nkongi azatanga indishyi y'ibyo yangije.

6Umuntu nabitsa undi imari ye, yaba ifeza cyangwa ibindi bintu, maze bikibirwa mu nzu y'ubibitse, umujura nafatwa azabiriha incuro ebyiri.

7Niba umujura atabonetse, nyir'ukubitswa azajya kurahirira imbere y'Imana, kugira ngo rubanda bamenye ko atari we wibye ibintu bya mugenzi we.

8Impaka zose zerekeye inka, indogobe, intama, cyangwa umwambaro byibwe, cyangwa se ikintu cyose cyazimiye, ku buryo bavuga ngo «Ni naka wabigize», ababurana bombi bazajyane urubanza rwabo imbere y'Imana; uwo Imana izaba yerekanye ko atsinzwe, azariha mugenzi we incuro ebyiri.

9Umuntu naragiza mugenzi we inka, intama, cyangwa irindi tungo, iryo tungo rigapfa cyangwa rikavunika, cyangwa se rikanyagwa ntawabibonye,

10uwo muturanyi azarahirira imbere y'Uhoraho ko atibye itungo ry'undi. Nyir'itungo azabyemere kubera iyo ndahiro, maze undi yegutanga indishyi.

11Ariko itungo niryibirwa iwe, azaririha nyiraryo.

12Niba itungo ryatanyaguwe n'inyamaswa, azagaragaze icyemezo cyabyo, maze yekuzariha itungo ryatanyaguwe.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Umuntu natira undi itungo, hanyuma rikavunika cyangwa rigapfa nyiraryo atahibereye, azagomba kuririha.

14Niba ibyo bibaye nyirayo ahibereye, nyir'ukuritira ntagomba kuririha; niba itungo ryakodeshejwe, nyir'ukurikodesha azatange gusa igiciro cy'ubukodeshe.

15Umuntu nagusha mu bishuko umukobwa utarasabwa, maze akaryamana na we, azagomba gutanga inkwano kugira ngo abe umugore we.

16Niba se yanze kumumushyingira, uwo mugabo azishyure ifeza zihwanye n'inkwano basanzwe baka ku bakobwa.

### Andi mategeko yerekeye kudahemukira Imana no kutarenganyaabatishoboye

17Uwitwa umupfumukazi wese uzamurwanye, yoye gukomeza kubaho.

18Umuntu wese ufashwe asambana n'inyamaswa, agomba kwicwa.

19Uzatura ibitambo izindi mana, uretse Uhoraho wenyine, azavumirwe kurimbuka.

20Ntuzanyunyuze imitsi y'umusuhuke cyangwa ngo umukandamize, kuko namwe mwabaye abasuhuke mu gihugu cya Misiri.

21Ntimuzagirire nabi umupfakazi cyangwa imfubyi.

22Numugirira nabi akantakira, nzumva amaganya ye,

23maze uburakari bwanjye bugurumane, mbamarire ku nkota, abagore banyu bapfakare, n'abana banyu babe imfubyi.

24Niba ugurije amafeza umuntu wo mu muryango wanjye, cyane cyane umutindi muturanye, ntuzamugenzereze nk'abaharanira gukira vuba: ntuzamushakeho urwunguko.

25Niba igishura cya mugenzi wawe ugitwayeho ingwate, uzakimusubize mbere y'uko izuba rirenga;

26kuko ari cyo kiringiti cye rukumbi, n'umwambaro yifubika. None se yaryama mu ki? Nantakambira nzamwumva, kuko jyeweho ndi umunyampuhwe.

27Ntuzatuke Imana, kandi ntuzatuke umuntu wese ufite ubutegetsi mu gihugu.

28Uzaze kuntura bidatinze ibingenewe mu musaruro wawe n'umutobe w'imizabibu yawe. Uzanture imfura mu bahungu bawe;

29uzabigenze utyo no ku buriza bw'inka yawe n'ubw'intama yawe. Izagumane na nyina iminsi irindwi, ku wa munani uyinture.

30Muzambere abantu b'intungane! Ntimuzarye itungo ryatanyaguriwe n'igikoko mu gasozi; muzarijugunyire imbwa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Iyimukamisiri 23

### Kubaha abanyantegenke

1Ntugakwize impuha. Ntuzafashe umugiranabi, uhamya ibinyoma ngo umubere.

2Ntuzakurikire inzira ya ba nyamwinshi ngo ukore nabi, kandi ntuzabe umugabo mu rubanza ngo ubogamire kuri ba nyamwinshi banyuranya n'itegeko.

3Mu rubanza ntuzagire uwo ubera, n'ubwo yaba umukene.

4Nuhura n'inka y'umwanzi wawe cyangwa indogobe ye ibungera, ugomba kuyimugarurira.

5Nubona indogobe y'umuntu ukwanga urunuka yagwanye umuzigo wayo, uzirinde kuyitererana: uzayifashe kubyuka.

6Ntuzayobagize uburenganzira bw'umukene mu rubanza rwe.

7Uzitaze urubanza rw'amahugu. Ntuzice umuntu utacumuye n'intungane; kuko umugiranabi wese ntamwita umwere.

8Ntuzemere guhabwa ruswa, kuko ruswa ihuma amaso y'ababona ukuri, maze igatsindisha intungane mu rubanza.

9Ntuzakandamize umusuhuke; namwe muzi neza imibereho y'umusuhuke, kuko mwabaye abasuhuke mu gihugu cya Misiri.

### Umwaka w'isabato n'umunsi w'isabato

10Mu myaka itandatu yose uzabibe imbuto mu mirima yawe, usarure ibyezemo.

11Ariko mu mwaka wa karindwi, uzateme ibyezemo, ubirekere mu murima, kugira ngo abakene bo mu gihugu cyawe abe ari bo babirya, ibyo bashigaje biribwe n'inyamaswa zo mu gasozi; imizabibu yawe n'imizeti yawe, na byo uzabigenzereze utyo.

12Mu minsi itandatu uzakore imirimo wifuza, ariko ku munsi wa karindwi uzareke gukora, kugira ngo inka yawe n'indogobe yawe bibone na byo ikiruhuko, n'umuhungu w'umuja wawe cyangwa umusuhuke na bo bahumeke.

### Iminsi mikuru itegetswe muri Israheli

13Muzitondere ibyo nababwiye byose: ntimuziyambaze izina ry'imana z'inyamahanga, ntihazagire n'uwumva muzivuga.

14Uzankorere umunsi mukuru gatatu mu mwaka.

15Mbere na mbere, uzubahirize iminsi mikuru y'imigati idasembuye. Mu minsi irindwi uzarye imigati idasembuye nk'uko nabitegetse; uzabigire mu gihe cyagenwe, mu kwezi kw'amahundo, kuko muri uko kwezi nyine ari bwo wasohotse mu Misiri. Kandi ntihazagire uhinguka amara masa imbere y'uruhanga rwanjye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16Ubundi, uzatunganye umunsi mukuru w'Isarura, ari wo w'umuganura w'imirimo
yawe, w'ibyo uzaba warateye mu mirima. Hanyuma uzatunganye umunsi mukuru
w'Ihunika, mu ndunduro y'umwaka, igihe usarura mu mirima imyaka wejeje.

17Gatatu mu mwaka, ab'igitsinagabo bose bazahinguke imbere ya Nyagasani,
Uhoraho.

18Ntuzanture igitambo cy'amaraso giherekejwe n'umugati usembuye, kandi
ntuzabike ikinure cy'itungo untuye ngo kigeze mu gitondo.

19Uzazane mu Ngoro y'Uhoraho Imana yawe umuganura w'imbuto zeze mbere mu
murima wawe. Ntuzateke umwana w'ihene mu mahenehene ya nyina.

### Imana itanga amasezerano n'amabwiriza mbere y'uko Abayisrahelibakomeza urugendo

20Dore nohereje umumalayika imbere yawe, kugira ngo akurinde mu rugendo, maze
azakwinjize mu gihugu naguteguriye.

21Witonde kandi wumve ijwi rye: ntuzamubere intumva, kuko atakwihanganira
igicumuro cyawe, ubwo ambereye mu cyimbo.

22Naho niwumva ijwi rye, ugakurikiza ibyo mvuze, nzaba umwanzi w'abanzi bawe,
n'umubisha w'ababisha bawe.

23Umumalayika wanjye azakugenda imbere, maze azakugeze mu gihugu
cy'Abahemori, n'Abaheti, n'Abaperezi, n'Abakanahani, n'Abahivi n'Abayebuzi: abo
nkazabatsemba.

24Ntuzapfukame imbere y'imana zabo kandi ntuzaziyoboke; ntuzagenze uko
bagenza, ahubwo uzasenye amashusho yazo kandi uhirike amabuye ashinze
yazeguriwe.

25Nimuyoboka Uhoraho Imana yanyu, ubwo azaha umugisha umugati wawe n'amazi
yawe, kandi nzakurinda indwara.

26Mu gihugu cyawe, nta mugore uzakuramo inda cyangwa uzaba ingumba; nzaguha
kuramba iminsi myinshi.

27Mu gihugu cyose uzahingukamo, nzakangaranya ab'aho, mbacemo igikuba, nuko
abanzi bawe bose bazagutere umugongo baguhunga.

28Nzohereza imbere yawe amavubi, yirukane kure yawe Abahivi, Abakanahani
n'Abaheti, ndetse utaragera iwabo.

29Nyamara sinzabirukana imbere yawe mu mwaka umwe, hato igihugu kidahinduka
ikibira, maze inyamaswa z'ishyamba zikakigwiramo.

30Nzabirukana buhoro buhoro, kugeza ubwo wororoka, maze ugashobora
kwigarurira igihugu cyose.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[31]Nzagukebera igihugu guhera ku Nyanja y'Urufunzo kugeza ku Nyanja y'Abafilisiti, no guhera ku butayu kugeza ku Ruzi. Nimara kukwegurira abaturage b'icyo gihugu, maze ukabanesha,

[32]uramenye ntuzagirane amasezerano na bo, cyangwa n'imana zabo!

[33]Ntibazongere gutura mu gihugu cyawe, hato batazabatera kuncumuraho; kuko wazayoboka imana zabo, maze bikaba byakubera umutego.»

## Iyimukamisiri 24

### Imana igirana Isezerano na Israheli

[1]Uhoraho abwira Musa, ati «Zamuka umusozi unsange, uze uri kumwe na Aroni, na Nadabu, na Abihu, n'abantu mirongo irindwi mu bakuru b'imiryango ya Israheli, maze mupfukame ahitaruye.

[2]Ariko Musa wenyine abe ari we uza hafi y'Uhoraho, abandi ntibaze kwegera, kandi rubanda ntibazamuke hamwe na we.»

[3]Musa agarutse, amenyesha imbaga amagambo yose y'Uhoraho, hamwe n'amabwiriza ye yose. Nuko imbaga yose isubiza mu ijwi rimwe, iti «Amagambo yose Uhoraho yavuze, tuzayakurikiza!»

[4]Musa yandikaamagambo y'Uhoraho yose. Hanyuma azinduka mu gitondo cya kare, yubaka urutambiro mu nsi y'umusozi, anahashinga amabuye cumi n'abiri yibutsa Imiryango cumi n'ibiri ya Israheli.

[5]Hanyuma yohereza abasore b'Abayisraheli; batura Uhoraho ibitambo bitwikwa, maze ibimasa babitambaho ibitambo by'ubuhoro.

[6]Musa yenda igice cy'amarasoayashyira mu nzeso; asigaye ayatera ku rutambiro.

[7]Nuko yenda igitabo cy'Isezerano, agisomera imbaga. Baravuga bati «Ibyo Uhoraho yavuze byose, tuzabikora kandi tuzamwumvira.»

[8]Musa yenda amaraso asigaye, ayatera imbaga, avuga ati «Aya ni amaraso y'Isezerano Uhoraho yagiranye namwe, bishingiye kuri aya magambo yose yavuze.»

[9]Musa azamuka umusozi ari kumwe na Aroni, na Nadabu, na Abihu, n'abantu mirongo irindwi mu bakuru b'imiryango ya Israheli.

[10]Maze babona Imana ya Israheli; mu nsi y'ibirenge byayo hari hashashe amabuye y'agaciro, ubururu bwayo bukabengerana nk'ijuru.

[11]Nyamara ntiyagira icyo atwara izo nyamibwa z'Abayisraheli; bitegereza Imana, maze bararya kandi baranywa.

### Musa amara iminsi mirongo ine ku musozi ari kumwe n'Imana

[12]Uhoraho abwira Musa, ati «Zamuka unsange ku musozi uhagume; maze nzaguhe

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo
THE BIBLE SOCIETY OF RWANDA BSR The Bible For All

ibimanyu by'amabuye nanditseho amategeko n'amabwiriza yanjye ngo bibabere inyigisho.»

13Musa ajyana na Yozuwe umufasha we, bazamuka ku musozi w'Imana.

14Ariko akaba yabwiye abakuru b'imiryango, ati «Mudutegerereze hano kugeza igihe tugarukira. Dore muri kumwe na Aroni na Huru; nihaboneka umuntu ufite urubanza, azabe ari bo abaza.»

15Musa azamuka ku musozi, maze igihu kiwubudikaho.

16Ikuzo ry'Uhoraho riguma hejuru y'umusozi wa Sinayi, igihu kiwubudikaho iminsi itandatu yose. Ku munsi wa karindwi, Uhoraho ahamagarira Musa mu gihu rwagati.

17Ikuzo ry'Uhoraho ryabonekeraga Abayisraheli rimeze nk'umuriro ugurumanira mu mpinga y'umusozi.

18Musa rero yinjira mu gihu, maze azamuka ku musozi. Musa aguma ku musozi, ahamara iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine.

## Iyimukamisiri 25

### AMATEGEKO YEREKEYE INGORO Y'UHORAHO

#### Umusanzu wo kubaka Ingoro y'Imana

1Uhoraho abwira Musa muri aya magambo, ati

2«Ubwire Abayisraheli banzanire umusanzu, muzakire ibyo umuntu wese azatangana umutima ukeye.

3Dore umusanzu bazaguha: ni zahabu, feza, imiringa,

4imyenda y'isine, iy'umuhemba, n'itukura; hariri inetereye, n'ubwoya bw'ihene;

5impu z'amapfizi y'intama zivanzemo ikigina, impu z'ibihura n'ibiti by'iminyinya;

6amavuta y'imizeti yo gucana mu itara, imibavu igenewe kuvangwa n'amavuta yo gusiga, n'imibavu yo gutwikwa;

7amoko yose y'amabuye y'agaciro yo gutaka ku mwenda w'umusanganyagihimba no ku mwenda w'umusesuragituza.

8Bazanyubakire Ingoro, maze nzature muri bo rwagati.

9Ngaho nkwereke igipimo cy'iyo ngoro, n'igipimo cy'ibintu bizayijyamo byose: muzabe ari ko mubikora.

#### Ubushyinguro bw'Isezerano

10Bazabaza ubushyinguro mu giti cy'umunyinya, bufite uburebure bw'imikono ibiri n'igice, umukono n'igice by'ubugari, n'umukono n'igice by'ubuhagarike.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11 Imbere n'inyuma uzomekeho zahabu iyunguruye, unabuzengurutseho umusozo wa zahabu.

12 Uzashongeshe zahabu, uyikoremo ibifunga bine, ubishyire ku maguru yabwo ane; ibifunga bibiri mu ruhande rumwe n'ibindi bibiri mu rundi.

13 Uzabaze imijishi mu giti cy'umunyinya, maze uyomekeho zahabu.

14 Uzinjize iyo mijishi mu bifunga biri mu mpande z'ubushyinguro, ikazakoreshwa mu kubuheka.

15 Imijishi izagume mu bifunga by'ubushyinguro, yekujya isohorokamo.

16 Uzashyire mu bushyinguro urwibutso nzaguha.

17 Uzakore urwicurizo muri zahabu iyunguruye, rufite uburebure bw'imikono ibiri n'igice, n'umukono n'igice by'ubugari.

18 Uzakore n'Abakerubimu babiri muri zahabu, uzabacure muri zahabu itsitse, ku mitwe yombi y'urwicurizo.

19 Abo Bakerubimu uzabashyire umwe ku ruhande rumwe, n'undi ku rundi; kandi bakozwe mu cyuma kimwe n'urwicurizo.

20 Abakerubimu bazagire amababa aramburiye hejuru, ku buryo urwicurizo barutwikiriza amababa yabo. Bazabe berekeranye, ku buryo uruhanga rwabo ruzaba rwunamiye ku rwicurizo.

21 Uzashyire urwicurizo hejuru y'ubushyinguro, hanyuma ushyire mu bushyinguro urwibutso nzaguha.

22 Aho ngaho nzajya mpabonanira nawe, maze hejuru y'urwicurizo, hagati y'Abakerubimu bazaba bari hejuru y'ubushyinguro bw'urwibutso, nzahakubwirire ibyo ntegeka Abayisraheli byose.

### Ameza bazateguraho imigati y'umumuriko

23 Uzakore ameza mu giti cy'umunyinya, afite uburebure bw'imikono ibiri, umukono umwe mu bugari, n'umukono umwe n'igice mu buhagarike.

24 Uzayomekeho zahabu iyunguruye hanyuma uzayazengurutseho umusozo wa zahabu.

25 Hagati y'amaguru y'ameza uzatambikeho utubaho tungana no mu kiganza, maze utwo tubaho uzadutakeho zahabu.

26 Uzakore ibifunga bine bya zahabu, maze ubishyire ku nkokora enye zizaba ziri ku maguru ane y'ameza.

27 Ibifunga bizaba hafi y'utubaho dutambitse ku maguru, kugira ngo bishyirwemo imijishi bazakoresha baheka ameza.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[28]Imijishi uzayikore mu biti by'iminyinya, maze uyomekeho zahabu, kugira ngo bayikoreshe baheka ameza.

[29]Uzakore kandi amasahani yayo, imbehe zayo n'ibikopo byayo, n'udukombe twayo, byo gukoreshwa igihe cy'ibitambo biseswa; uzabikore muri zahabu iyunguruye.

[30]Hejuru y'ameza uzateguraho imigati y'umumuriko, ihore imbere yanjye ubudahwema.

### Ikinyarumuri gifite amashami arindwi

[31]Uzakore ikinyarumuri muri zahabu iyunguruye. Ibice byose by'icyo kinyarumuri bazabicure bifatanye: ikirenge n'uruti byacyo, hamwe n'amababi n'indabo bigitatse, byose bizabe bifatanye.

[32]Amashami atandatu azashingira ku mpande: amashami atatu y'ikinyarumuri ku ruhande rumwe rwacyo, n'andi mashami atatu ku rundi ruhande rwacyo.

[33]Kuri buri shami hazabe imitako ishushanya umubumburo w'ururabo. Bizagende bityo kuri ya mashami atandatu y'ikinyarumuri.

[34]Uruti rw'ikinyarumuri ubwarwo ruzagire imitako ine ishushanya umubumburo w'ururabo.

[35]Hazabe umutako mu nsi y'amashami abiri ya mbere ashingiye ku ruti rwacyo, n'umutako mu nsi y'amashami abiri akurikiyeho ashingiye kuri cyo, n'umutako mu nsi y'amashami abiri aheruka ashingiye kuri cyo. Bityo kuri ya mashami atandatu ashingiye ku kinyarumuri.

[36]Ibice byose by'icyo kinyarumuri, ari amashami, ari imitako, byose bazabicure muri zahabu iyunguruye, bifatanye.

[37]Uzakore amatara yacyo arindwi, maze uzayagishyireho ku buryo amurika imbere yacyo.

[38]Ibikoresho bigenewe gutunganya ayo matara bizabe bikozwe muri zahabu iyunguruye.

[39]Ikinyarumuri kizakorwe n'italenta imwe ya zahabu iyunguruye, hamwe n'ibikoresho byacyo byose.

[40]Itegereze, maze uzakore ukurikije urugero werekewe hejuru y'umusozi.

## Iyimukamisiri 26

### Ingoro y'Uhoraho ubwayo

[1]Ingoro ubwayo izabe igizwe n'imyenda cumi. Iyo myenda izadodwe n'abahanga bazi gukoresha hariri inetereye, n'ubudodo bw'ubwoya bw'isine, bw'umuhemba, n'ubutukura, maze bazatakeho Abakerubimu.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2 Buri mwenda uzareshya n'imikono makumyabiri n'umunani mu burebure, n'imikono ine mu bugari.

3 Muri iyo myenda bazateranya itanu ukwayo, n'indi itanu bibe uko, ku buryo izahinduka imyenda ibiri, minini cyane.

4 Hanyuma uzakore imikondo igizwe n'utugozi tw'ubwoya butukura busobekeranye.

5 Uzashyire imikondo mirongo itanu ku ruhande rumwe rw'urufatane rwa mbere, uzabigenze utyo no ku rufatane rwa kabiri. Iyo mikondo igomba kuba iteganye.

6 Byongeye, uzakore n'ibifunga mirongo itanu bya zahabu, ari byo uzafungisha imikondo ifatanya ya myenda yombi minini, bityo Ingoro izakomere ku mpande zose.

7 Ubundi, uzakore n'indi myenda y'ubwoya bw'ihene, igenewe na yo gutwikira Ingoro nk'uko amahema ameze. Uzakoremo cumi n'umwe.

8 Iyo myenda yose uko ari cumi n'umwe izaba ingana: imikono mirongo itatu mu burebure, n'imikono ine mu bugari.

9 Muri iyo myenda bazateranya itanu ukwayo, n'indi itandatu ukwayo, ku buryo izahinduka na yo imyenda ibiri minini. Umwenda uheruka ugasaguka iyindi, uzanagana imbere y'umuryango w'ihema.

10 Uzashyire imikondo mirongo itanu ku ruhande rw'urufatane rwa mbere, maze uzabigenze utyo no ku rufatane rwa kabiri.

11 Uzakore n'ibifungo mirongo itanu by'umuringa, ari byo uzafungisha imikondo irebana. Bityo ihema rizatwikirwe neza.

12 Kuko iyo myenda igizwe n'ubwoya bw'ihene isumba iya mbere mu burebure, ibizasagukaho bizanagana inyuma y'Ingoro

13 no mu mpande zayo zombi. Bityo ihema ryose rizasakarwe neza.

14 Ndetse uzaryongereho n'impu z'amasekurume n'iz'ibihura.

15 Uzashinge kandi n'inkuta z'imbaho zibajwe mu biti by'umunyinya, zigenewe gushyigikira Ingoro.

16 Buri rubaho ruzagire uburebure bw'imikono cumi, n'ubugari bw'umukono umwe n'igice.

17 Kandi izo mbaho uzazifatanye zibe indumane, ukoresheje inkwikiriro ebyiri zegeranye.

18 Imbaho makumyabiri zifatanye zizashyigikira Ingoro mu ruhande rwerekera muri Negevu, mu majyepfo.

19 Mu nsi ya buri rubaho uko ari makumyabiri, uzahashyire ibishyigikizo bibiri bya feza, byose hamwe bizabe mirongo ine.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

20 No ku rundi ruhande, mu majyaruguru, uzahashyire imbaho makumyabiri;

21 hamwe n'ibishyigikizo byazo mirongo ine bya feza: ibishyigikizo bibiri mu nsi y'urubaho rumwe, n'ibishyigikizo bibiri mu nsi y'urundi.

22 Naho mu ruhande rw'uburengerazuba, inyuma y'Ingoro, uzahashyire imbaho esheshatu.

23 No mu maguni y'Ingoro, uzahashyire imbaho ebyiri,

24 zirusha izindi gufatana kubera inkwikiriro zazo nyinshi.

25 Inyuma y'Ingoro rero hazabe imbaho munani, hamwe n'ibishyigikizo bibiri bya feza mu nsi ya buri rubaho; ibishyigikizo byose hamwe bizaba cumi na bitandatu.

26 Uzakore kandi imitambiko mu biti by'iminyinya, itanu igenewe imbaho z'uruhande rumwe rw'Ingoro,

27 n'imitambiko itanu igenewe imbaho z'urundi ruhande rw'Ingoro n'imitambiko itanu igenewe imbaho z'uruhande rw'inyuma y'Ingoro, aherekeye iburengerazuba.

28 Hazabe umutambiko umwe wambukiranya imbaho zose, kuva ku rwa mbere kugeza ku rwa nyuma, unyuze hagati yazo.

29 Imbaho uzazomekeho zahabu, n'ibifunga byazo bizanyuzwamo iyo mitambiko, uzabigire zahabu, maze n'imitambiko uzayomekeho zahabu.

30 Uzubake Ingoro ukurikije urugero werekewe hejuru y'umusozi.

31 Uzakore umubambiko w'umwenda w'isine, n'umuhemba, n'umutuku, kandi wa hariri ihotoye; hanyuma bazatakeho Abakerubimu, byose bikozwe n'abahanga.

32 Uzawumanike ku nkingi enye z'ibiti by'umunyinya zometseho zahabu, zikabaho intendekero za zahabu, kandi zishinze mu bishyigikizo bine bya feza.

33 Uzashyire umubambiko mu nsi ya bya bifunga; maze aho ngaho inyuma y'umubambiko, azabe ari ho winjiza Ubushyinguro bw'Isezerano. Uwo mubambiko uzababere urugabano rw'Ingoro nyirizina no mu mbere yayo.

34 Uzashyire urwicurizo hejuru y'Ubushyinguro bw'Isezerano mu mbere y'Ingoro.

35 Utereke ameza hino y'umubambiko mu ruhande rw'amajyaruguru y'Ingoro. Naho ikinyarumuri uzagishyire ku ruhande rw'amajyepfo, ahateganye n'ameza.

36 Umuryango w'ihema uzawukorere uwundi mubambiko mu bwoya bw'isine, bw'umuhemba, n'ubw'umutuku, na hariri ihotoye, byose bizakorwe n'umudozi w'umuhanga.

37 Uwo mubambiko uzawukorere inkingi eshanu z'ibiti by'iminyinya, maze uzazomekeho zahabu; zizagire intendekero za zahabu, kandi uzacure ibishyigikizo bitanu by'umuringa bizashyirwa mu nsi y'izo nkingi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Iyimukamisiri 27

### Urutambiro rw'ibitambo bitwikwa

1Uzubake urutambiro mu biti by'iminyinya, rufite uburebure bw'imikono itanu, n'ubugari bw'imikono itanu. Urutambiro ruzabe rufite impande zireshya, rugire n'ubuhagarike bw'imikono itatu.

2Ku nguni zarwo uko ari enye, uzahubake amahembe. Ayo mahembe azakorwe mu giti gifatanye n'urutambiro, maze uzayomekeho icyuma cy'umuringa.

3Urutambiro uzarukorere ibyungo byo gukuburiramo ivu ryarwo, ibidahuzo byarwo, ibisukirizo byarwo, n'ibirahuzwa amakara byarwo, byose uzabikore mu cyuma cy'umuringa.

4Urutambiro uzarukorere uruzitiro mu twuma tw'umuringa, dushandikiranyije nk'urushundura, maze urwo rushundura uzarushyireho ibifunga bine by'umuringa ku mfuruka zarwo enye.

5Urwo ruzitiro ruzazenguruka urutambiro, ruhereye hasi rukageza mu cya kabiri cy'ubujyejuru bwarwo.

6Uzakorere urutambiro imijishi mu giti cy'umunyinya, uyomekeho icyuma cy'umuringa.

7Bazinjize iyo mijishi mu bifunga, maze izajye ihora mu mpande z'urutambiro igihe bazajya baruheka.

8Uzarukore mu mbaho, urugire umurangara mu nda, nk'uko wabyerekewe hejuru y'umusozi.

### Urugo rukikije Ingoro y'Uhoraho

9Uzubake kandi urugo ruzengurutse Ingoro. Mu ruhande rw'amajyepfo yayo, urugo ruzakingirizwe n'imibambiko ya hariri ihotoye, ku burebure bw'imikono ijana.

10Iyo mibambiko izafatwe n'inkingi makumyabiri, zifite ibishyigikizo makumyabiri by'icyuma cy'umuringa; intendekero zo ku nkingi n'ibifunga byazo, bizabe bikozwe muri feza.

11Bityo kandi, mu cyerekezo cy'amajyaruguru, hazabe imibambiko ku burebure bw'imikono ijana, ifatwe n'inkingi makumyabiri, n'ibishyigikizo makumyabiri by'icyuma cy'umuringa; intendekero zo ku nkingi n'ibifunga byazo, bizabe bikozwe muri feza.

12Mu ruhande rw'iburengerazuba, ku bugari bw'urugo, hazabe imibambiko y'imikono mirongo itanu, ifatwe n'inkingi cumi, n'ibishyigikizo cumi byazo.

13Mu ruhande rw'iburasirazuba, urugo ruzagire ubugari bw'imikono mirongo itanu,

14kandi mu ruhande rumwe hazabe imibambiko y'imikono cumi n'itanu, ifatwe


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'inkingi eshatu, n'ibishyigikizo bitatu byazo.

15Mu rundi ruhande naho hazabe imibambiko y'imikono cumi n'itanu mu ruhande rwa kabiri, ifatwe n'inkingi eshatu, n'ibishyigikizo bitatu byazo.

16Naho irembo ry'urugo rizakingishwe umwenda w'imikono makumyabiri, ukozwe mu bwoya bw'isine, bw'umuhemba, n'ubutukura, na hariri ihotoye, byaboshywe n'umudozi w'umuhanga, ufatwe n'inkingi enye, n'ibishyigikizo bine byazo.

17Inkingi zose zizengurutse urugo zizafatanishwe imbariro za feza, zigire n'intendekero za feza, n'ibishyigikizo by'umuringa.

18Uburebure bw'urugo buzabe imikono ijana impande zombi, ubugari bwarwo buzabe imikono mirongo itanu impande zombi, n'ubuhagarike bw'urugo buzabe imikono itanu.

19Ibikoresho byose bigenewe imirimo y'Ingoro, inkingi zayo zose n'inkingi zose z'urugo, bizabe mu cyuma cy'umuringa.

### Amavuta y'itara

20Uzabwire na none Abayisraheli bakuzanire amavuta arongoroye y'imizeti isekuye, agenewe itara.

21Hahore iteka itara ryaka mu ihema ry'ibonaniro. Aroni n'abahungu be bazaryiteho ku buryo rimurika kuva ku mugoroba kugeza mu gitondo imbere y'Uhoraho. Ni itegeko ridakuka mu Bayisraheli, uko ibihe bigenda bisimburana.

## Iyimukamisiri 28

### Imyambaro y'abaherezabitambo

1Ikindi kandi, wigize hafi yawe Aroni umuvandimwe wawe, kugira ngo abe umuherezabitambo wanjye; unahamagare mu Bayisraheli abahungu ba Aroni, ari bo Nadabu, Abihu, Eleyazari na Itamari.

2Umuvandimwe wawe Aroni, umudodeshereze imyambaro y'ubuherezabitambo imuhesha ikuzo n'icyubahiro.

3Uzabwire rero abadozi b'abahanga, abo nahaye ububasha bukomeye, maze bazadodere Aroni imyambaro imugenewe, kugira ngo abe intore ntagatifu, ashingwe umurimo w'ubuherezabitambo bwanjye.

4Dore imyambaro bazakora: umusesuragituza, umusanganyagihimba, igishura, ikanzu itatse, igitambaro batamiriza, n'umukandara. Iyo myambaro mitagatifu bazayikorere Aroni umuvandimwe wawe, n'abahungu be, kugira ngo babe abaherezabitambo banjye.

5Bazabikore muri zahabu, mu bwoya bw'isine, bw'umuhemba, n'ubutukura, na hariri inetereye.


© 2012, Bible Society of Rwanda.

## Umusanganyagihimba

6Umusanganyagihimba bazawukoreshe zahabu, ubwoya bw'isine, bw'umuhemba n'ubutukura, na hariri ihotoye: uzadodwe n'umuhanga.

7Uwo mwambaro uzafatwe n'imishumi ibiri iteye ku mitwe yawo yombi.

8Umukandara wo kuwukenyeza na wo uzakorwe muri zahabu, ubwoya bw'isine, bw'umuhemba, n'ubutukura, na hariri ihotoye.

9Uzende amabuye abiri y'imboneranyi, maze uyandikeho amazina y'abana ba Israheli:

10uzandike amazina atandatu ku ibuye rya mbere, yandi atandatu asigaye ku ibuye rya kabiri, uko bakurikirana mu mavuka yabo.

11Umubaji w'amabuye, uzi gucura za kashe, azabe ari we usharaga amazina y'abana ba Israheli kuri ayo mabuye yombi, maze uyafungire mu tugotesho twa zahabu.

12Uzashyire ayo mabuye yombi ku mishumi y'intugu ifata umusanganyagihimba, kugira ngo mujye mwibuka iteka abana ba Israheli. Bityo Aroni ajye ajyana amazina yabo ho urwibutso ku ntugu ze, imbere y'Uhoraho.

13Umaze gukora utwo tugotesho twa zahabu,

14uzanakore imikufi ibiri ya zahabu iyunguruye, kandi yacuranywe ubuhanga, maze azabe ari yo uzatakisha utwo tugotesho.

## Umusesuragituza

15Uzakore umusesuragituza ugenewe kumara impaka, ukorwe n'abahanga, bawutake kimwe n'umusanganyagihimba. Uzawukoreshe zahabu, ubwoya bw'isine, bw'umuhemba, n'ubutukura, na hariri ihotoye.

16Uzamere nk'uruhago rufite impande zireshya; uburebure bwawo buzabe igice cy'umukono, n'ubugari bwawo bube igice cy'umukono.

17Uzawutakeho imisitari ine y'amabuye y'agaciro. Mu musitari wa mbere hashyirwe isarudoni, itopazi na emerodi.

18Mu musitari wa kabiri hashyirwe malakita, isafiri na diyama.

19Mu musitari wa gatatu hashyirwe opali, agate na emetista.

20Mu musitari wa kane hashyirwe: ikrizoliti, imboneranyi na jasipi. Ayo mabuye azabe afungiye mu tugotesho twa zahabu.

21Amabuye azahwane n'amazina y'abana ba Israheli; azabe cumi n'abiri nk'amazina yabo bazayasharage nka za kashe, maze buri buye rizagire izina ryaryo, rimwe mu mazina y'imiryango cumi n'ibiri.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22Umusesuragituza uzawukorere imikufi ya zahabu iyunguruye, iboshye nk'utuziriko.

23Uzanakorere umusesuragituza ibifunga bibiri bya zahabu, maze uzashyire bya bifunga byombi ku mitwe yombi y'umusesuragituza.

24Uzafunge ya mikufi ibiri ya zahabu mu bifunga byombi, ku mitwe yombi y'umusesuragituza:

25maze uzapfundike imisozo yombi y'imikufi mu tugotesho twombi dutatse imishumi y'intugu y'umusanganyagihimba, ahareba imbere.

26Uzakore n'ibindi bifunga bibiri bya zahabu; uzabishyire ku mitwe yombi yo hepfo y'umusesuragituza, ku ruhande rukora ku musanganyagihimba.

27Uzongere ukore ibifunga bibiri bya zahabu; uzabishyire mu nsi y'imishumi yombi y'intugu y'umusanganyagihimba, aherekera imbere hejuru y'umukandara.

28Umusesuragituza bazawupfundikishe ibyo bifunga ku bifunga by'umusanganyagituza bacishijemo injishi y'isine, kugira ngo ube hejuru y'umukandara wo ku musanganyagituza, maze umusesuragituza wekuzashobora gutandukana n'umusanganyagihimba.

29Aroni rero igihe azinjira mu Ngoro nyirizina, azajye ajyana ku mutima we amazina y'abana ba Israheli, ku musesuragituza ugenewe gukemura impaka, bibe urwibutso rw'iteka imbere y'Uhoraho.

30Kandi mu musesuragituza, uzashyiremo Urimu na Tumimu, maze bizahore ku mutima wa Aroni, igihe azajya ahinguka imbere y'Uhoraho. Bityo, Aroni azahorane iteka ku mutima we ubucamanza bw'abana ba Israheli.

## Indi myambaro y'abaherezabitambo

31Uzakore igishura cy'umusanganyagituza mu bwoya bw'isine bwihariye.

32Muri cyo rwagati, hazabemo umwenge banyuzamo umutwe, kandi uwo mwenge uzazengurukwe n'umusozo w'umubohano, nk'umuguno w'ikoti ry'intambara, kugira ngo igishura kitazatanyuka.

33Ku musozo wo hasi uzashyireho amapfundo y'ubwoya bw'isine, bw'umuhemba, n'ubutukura, kandi uzongereho n'amayugi ya zahabu awuzengurutse.

34Impande zose ku musozo wo hasi y'igishura, iyugi rya zahabu rizakurikirane n'ipfundo ry'umuhemba, bityo bityo.

35Aroni azajye acyambarira gukora umurimo w'Uhoraho, maze bajye bamwumva ajegeza amayugi igihe azaba yinjiye mu Ngoro nyirizina imbere y'Uhoraho, n'igihe azasohokamo, bityo nta bwo azapfa.

36Kandi uzakore n'ikamba rya zahabu iyunguruye, ritatswe n'ururabo imbere, maze


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

uzasharageho aya magambo uti «Uweguriwe Uhoraho.»

37 Uzarifungishe umushumi w'isine, uzabe ku gitambaro cyo mu mutwe. Uwo mutako ugomba kuba imbere ku gitambaro cyo mu mutwe.

38 Uzahore mu ruhanga rwa Aroni, kugira ngo yigerekeho ibyaha byakozwe n'Abayisraheli mu bintu bitagatifu: uzahore iteka mu ruhanga rwe kugira ngo babone ubutoni imbere y'Uhoraho.

39 Hanyuma, uzadodeshe ikanzu mu budodo bwa hariri inetereye, kandi ukore n'igitambaro cyo mu mutwe, n'umukandara; byose bizakorwe n'umuhanga uzi gutaka.

40 Abahungu ba Aroni na bo uzabakorere amakanzu n'imikandara, ubakorere n'ingofero zibahesha ikuzo n'icyubahiro.

41 Iyo myambaro yose uzayambike Aroni umuvandimwe wawe, hamwe n'abahungu be. Uzabasige amavuta, maze ubahe ububasha bwo gutunganya imihango mitagatifu; uzabanyegurira, babe abaherezabitambo banjye.

42 Uzabakorere amakabutura ya hariri kugira ngo boye kwambara ubusa; azahera mu rukenyerero kugeza ku bibero.

43 Aroni n'abahungu be bazajya bayambara igihe bazaba binjiye mu ihema ry'ibonaniro, cyangwa igihe bagiye ku rutambiro gukora imirimo yo mu Ngoro nyirizina, kugira ngo batazikururira igicumuro maze bagapfa. Iryo tegeko ni indakuka, kuri we no ku bazamukomokaho.

## Iyimukamisiri 29

### Uburyo bwo kwegurira Imana abaherezabitambo

1 Dore uko uzagenza kugira ngo ubahindure abaherezabitambo banjye banyeguriwe. Uzende ikimasa n'amasekurume abiri y'intama atagira inenge;

2 uzende kandi imigati idasembuye, n'udutsima tudasembuye, dukoreshejwe amavuta y'imizeti, n'uduhwahure tw'imigati isizeho amavuta y'imizeti; byose uzabikore mu ifu igogoye y'ingano.

3 Uzabishyire mu gatebo, maze uzature ako gatebo hamwe na cya kimasa na ya masekurume abiri y'intama.

4 Uzazane Aroni n'abahungu be ku muryango w'ihema ry'ibonaniro, maze uzabuhagize amazi.

5 Hanyuma uzende imyambaro, wambike Aroni ikanzu, ugerekeho igishura cy'umusanganyagihimba ubwawo, n'umusesuragituza, maze uzawukindikirishe umukandara wo ku musanganyagihimba.

6 Uzamutamirize igitambaro ku mutwe, maze hejuru y'igitambaro uhashyire ikamba


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ry'uweguriwe Uhoraho.

7Uzende amavuta yo gusiga, uyasuke ku mutwe we, maze uyamusige.

8Uzigize hino n'abahungu be, maze ubambike amakanzu.

9Uzabakindikirishe umukandara, ubambike n'ingofero zibahesha icyubahiro. Nuko ubuherezabitambo buzababere umurage w'umwihariko, ku bw'itegeko ridakuka. Nguko rero uko uzegurira Aroni n'abahungu be umurimo bashinzwe.

10Uzazane cya kimasa imbere y'ihema ry'ibonaniro, maze Aroni n'abahungu be baramburire ibiganza ku mutwe w'ikimasa.

11Ikimasa uzagitambirire imbere y'Uhoraho, ku muryango w'ihema ry'ibonaniro.

12Uzende ku maraso y'ikimasa, uyakozemo urutoki rwawe, maze uyasige ku mahembe y'urutambiro; amaraso yose asigaye uzayasese mu nsi y'urutambiro.

13Uzende ikinure cyose cyoroshe amara n'umwijima; wende n'impyiko zombi kimwe n'ikinure kizoroshe, maze ibyo byose ubitwikire ku rutambiro.

14Naho inyama z'ikimasa, n'uruhu n'amayezi, uzabitwikire inyuma y'ingando: ni igitambo gihongerera ibyaha.

15Uzende imwe mu mapfizi y'intama, maze Aroni n'abahungu be baramburire ibiganza ku mutwe w'iyo mpfizi y'intama.

16Uzabage iyo mpfizi y'intama, utege amaraso yayo, maze uyamishe ku mpande zose z'urutambiro.

17Uzatanyagure impfizi y'intama, woze amara n'amaguru, ubigereke hejuru y'indi myanya no ku mutwe wayo,

18maze utwikire impfizi y'intama yose ku rutambiro. Ni igitambo gikongokeye Uhoraho, gifite impumuro imugusha neza, ikiribwa gikongokeye Uhoraho.

19Uzende impfizi y'intama ya kabiri, maze Aroni n'abahungu be bazaramburire ibiganza ku mutwe w'iyo mpfizi y'intama.

20Uzabage iyo mpfizi y'intama, maze wende ku maraso yayo, uyarabe ku gikobokobo cy'ugutwi kw'iburyo kw'Aroni, no ku gikobokobo cy'ugutwi kw'iburyo kw'abahungu be, no ku gikumwe cy'ikiganza cyabo cy'iburyo, no ku ino rinini ry'ikirenge cyabo cy'iburyo, maze usese amaraso ku mpande zose z'urutambiro.

21Uzende amaraso azaba ari ku rutambiro, n'amavuta yo gusiga, maze ubimishe kuri Aroni no ku myambaro ye, ku bahungu be no ku myambaro yabo. Bityo, azaba yeguriwe Uhoraho, we n'imyambaro ye, kimwe n'abahungu be n'imyambaro yabo.

22Hanyuma uzende ikinure cy'impfizi y'intama: umurizo, ikinure cyoroshe amara, n'ikinure kiri ku mwijima; wende n'impyiko zombi hamwe n'ikinure kizorosheho,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ndetse n'itako ry'iburyo, kuko ari yo rugeyo y'intangizamirimo yabo.

23Byongeye uzende ikimanyu cy'umugati, umutsima ukoreshejwe amavuta y'imizeti n'agahwahure k'umugati biri mu gatebo gateretse imbere y'Uhoraho;

24uzashyire ibyo byose mu biganza bya Aroni no mu biganza by'abahungu be, kugira ngo babiture Uhoraho babimwereka.

25Hanyuma uzabivane mu biganza byabo, maze ubikongereze ku rutambiro, biri hamwe n'igitambo gitwikwa, bibe impumuro igusha neza Uhoraho: igitambo gikongokeye Uhoraho.

26Hanyuma uzende inkoro ya rugeyo y'intangizamirimo ya Aroni, uyiture Uhoraho uyimwereka; nuko bizabe umugabane wawe.

27Nguko uko uzegurira Uhoraho inkoro n'itako bya rugeyo y'intangizamirimo ya Aroni n'abahungu be.

28Bizaba umusogongero Aroni n'abahungu be bazahabwa n'Abayisraheli, mu bitambo byabo byose by'ubuhoro. Ni itegeko ridakuka; ni umusogongero bazagenera Uhoraho.

29Aroni napfa, imyambaro ye izahabwe abahungu be, bayambare igihe bazaba bagiye gusigwa amavuta, no gushingwa umurimo w'ubuherezabitambo.

30Uwo mu bahungu be uzaba umuherezabitambo mu mwanya we, azajya ayambara mu minsi irindwi, igihe cyose azinjira mu ihema ry'ibonaniro gukorera imihango mu Ngoro nyirizina.

31Uzende rugeyo y'intangizamirimo, maze utekeshe inyama zayo ahantu hatagatifu.

32Aroni n'abahungu be bazarira inyama za rugeyo ku muryango w'ihema ry'ibonaniro, hamwe n'umugati uzaba uri muri ka gatebo.

33Bazarye rero batyo ikizaba cyakoreshejwe guhongerera ibyaha byabo, ku munsi wabo wo kwegurirwa Uhoraho no gutangira imirimo yabo. Nta wundi uzaziryaho, kuko zizaba ari ibintu bitagatifu.

34Bukeye bwaho niba hari icyasigaye ku nyama z'intangizamirimo, no ku migati, uzatwike ibyo bisigazwa. Ntibazabirye, kuko bizaba ari ibintu bitagatifu.

35Uzagenzereze utyo Aroni n'abahungu be, ukurikije amabwiriza naguhaye. Imihango yo kubashinga imirimo yabo mitagatifu izamare iminsi irindwi yose.

### Uburyo bwo gutagatifuza urutambiro

36Uzajye utura buri munsi ikimasa kibe igitambo gihongerera ibyaha; uzakureho utyo ubwandure bw'urutambiro, maze urusige amavuta kugira ngo urutagatifuze.

37Mu minsi irindwi uzakorera urutambiro imihango yo kurukiza ubwandure, maze

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

urwegurire Imana; nuko urutambiro ruzabe rutagatifu rwose, n'ikizakora ku rutambiro cyose kizabe gitagatifu.

### Ibitambo bya buri munsi

38 Dore ibyo uzatura ku rutambiro: uzatambe abana b'intama b'umwaka umwe, buri munsi babiri, uko ibihe bigenda bisimburana iteka.

39 Uzatambe umwe muri abo bana b'intama mu gitondo, maze undi uwutambe nimugoroba, mu kabwibwi.

40 Byongeye, hamwe n'uwo mwana w'intama wa mbere, uzature akebo kuzuye ifu igogoye y'ingano, ivangavanze n'amavuta y'imizeti yakuzura akabindi, n'agacuma ka divayi.

41 Uzatambe umwana w'intama wa kabiri nimugoroba, mu kabwibwi; uyigeretseho amaturo, na divayi y'igitambo gisheshwe, bimeze nk'ibyo mu gitondo. Bizaba impumuro igusha neza Uhoraho, n'igitambo kimutwikiwe.

42 Ngicyo igitambo gitwikwa kizagomba guturwa namwe ubuziraherezo, uko ibihe bigenda bisimburana, mukabikorera ku muryango w'ihema ry'ibonaniro, imbere y'Uhoraho, aho nzajya mbigaragariza kugira ngo nkuvugishe.

43 Nzajya mbonanira aho ngaho n'Abayisraheli, hazatagatifuzwe n'ikuzo ryanjye.

44 Nzatagatifuza ihema ry'ibonaniro n'urutambiro, ntagatifuze kandi Aroni n'abahungu be ngo begukire ubuherezabitambo bwanjye.

45 Nzatura mu Bayisraheli rwagati, maze mbe Imana yabo.

46 Bazamenya ko Imana yabo ari jyewe Uhoraho, wabavanye mu gihugu cya Misiri, ngo mbaturemo rwagati. Jyewe Uhoraho, ni jye Mana yabo.

## Iyimukamisiri 30

### Urutambiro ruturirwaho imibavu

1 Uzubake urutambiro rwo gutwikiraho imibavu; uzarukore mu giti cy'umunyinya.

2 Uburebure bwarwo buzabe umukono umwe, n'ubugari bwarwo bube umukono umwe; ruzabe rufite rero impande zingana. Ruzagire n'ubuhagarike bw'imikono ibiri, kandi amahembe yarwo azabe akozwe mu giti kimwe na rwo.

3 Uzarwomekeho zahabu iyunguruye ku ruhande rwo hejuru, ku mpande zarwo hirya no hino, no ku mahembe yarwo, maze uzaruzengurutseho umuguno wa zahabu.

4 Uzaruterehoibifunga bibiri bya zahabu, mu nsi y'umuguno ku mpande ebyiri. Uzabishyire mu mbavu ebyiri, kugira ngo bizinjizwemo imijishi bazajya bahekesha urutambiro.

5 Imijishi uzayikore mu giti cy'umunyinya, na yo uyomekeho zahabu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6Uzashyire urutambiro imbere y'umubambiko ukingirije ubushyinguro, aho nzajya mbonanira nawe.

7Aroni azajye ahatwikira imibavu igenewe gutwikwa; abigire buri gitondo igihe atunganya amatara.

8Kandi igihe Aroni azajya acana amatara nimugoroba, mu kabwibwi, naho azayitwike. Bizaba umubavu w'iteka ryose imbere y'Uhoraho, uko ibihe bigenda bisimburana.

9Hejuru y'urwo rutambiro ntimuzagerekeho umubavu udatagatifujwe, cyangwa igitambo gitwikwa, cyangwa ituro, kandi ntimuzarusukeho igitambo giseswa.

10Byongeye, Aroni azakorere umuhango wo guhongerera ibyaha, ku mahembe y'urutambiro rimwe mu mwaka. Azajye arusukura akoresheje amaraso y'igitambo gihongerera ibyaha, rimwe mu mwaka, uko ibihe bigenda bisimburana iteka. Urwo rutambiro ruzabera Uhoraho ahantu hatagatifu rwose.»

### Ikoro ry'Uhoraho

11Uhoraho abwira Musa, avuga ati

12«Igihe uzabarura Abayisraheli, buri muntu muri bo azahe Uhoraho ingurane y'ubugingo bwe, kugira ngo hatazagira icyorezo cyabadukamo, ku mpamvu y'iryo barura.

13Dore icyo bazatanga: buri muntu mu bagomba kubarurwa azatanga igice cy'isikeli gipimiye kuri sikeli y'Ingoro, ingana n'amagera makumyabiri. Icyo gice cya sikeli kizaba ikoro ry'Uhoraho.

14Umuntu wese uzaba afite imyaka makumyabiri, cyangwa ayirengeje, azatanga iryo koro ry'Uhoraho, igihe azajya kubarurwa.

15Igihe muzazana ikoro ry'Uhoraho ngo ribe ingurane y'ubugingo bwanyu, umukungu ntazasumbyeho, n'umukene ntazatange ikiri hasi y'igice cy'isikeli.

16Abayisraheli bazaguhe ifeza y'iyo ngurane, maze uyikoreshe imirimo y'ihema ry'ibonaniro. Ibyo bizabera Abayisraheli urwibutso rw'ingurane y'ubugingo bwanyu mu maso y'Uhoraho.»

### Igikarabiro bisukuriramo

17Uhoraho abwira Musa muri aya magambo, ati

18«Uzakore igikarabiro mu cyuma cy'umuringa n'urugata rwacyo mu cyuma cy'umuringa, bajye bakisukuriramo. Uzagishyire hagati y'ihema ry'ibonaniro n'urutambiro, maze uzasukemo amazi,

19kugira ngo Aroni n'abahungu be bayogerezemo ibiganza n'ibirenge.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

20Igihe bazinjira mu ihema ry'ibonaniro, bazajye bakaraba ayo mazi kugira ngo batazapfa; kimwe n'igihe bazegera urutambiro ngo bakore imirimo yabo, batwikira Uhoraho ibitambo.

21Bazajye biyoza ibirenge n'ibiganza kugira ngo batazapfa. Bizabe itegeko ridakuka kuri Aroni no ku bazamukomokaho, uko ibihe bigenda bisimburana.»

### Amavuta matagatifu

22Uhoraho abwira Musa aya magambo, ati

23«Ushake imibavu y'indobanure: uburemere bw'amasikeli magana atanu ya manemane y'umushongi; igice cy'ubwo buremere ari byo kuvuga amasikeli magana abiri na mirongo itanu ya sinamomu; n'amasikeli magana abiri na mirongo itanu y'imbingo zihumura cyane;

24amasikeli magana atanu ya kasa, byose bipimiye kuri sikeli y'Ingoro, hamwe n'urwabya rw'amavuta y'imizeti.

25Uzabikoremo amavuta matagatifu agenewe gusiga, bibe ikivange gihumura cyane nk'imibavu yakozwe n'umuhanga; bizabe amavuta matagatifu agenewe gusiga.

26Uzayasige ihema ry'ibonaniro, Ubushyinguro bw'Isezerano,

27ameza n'ibikoresho byayo byose, ikinyarumuri n'ibigendana na cyo byose, urutambiro rw'imibavu,

28urutambiro rw'ibitambo bitwikwa n'ibikoresho byarwo byose, igikarabiro hamwe n'urugata rwacyo.

29Uzabitagatifuze, bihinduke bitagatifu rwose; maze n'ikizabikoraho na cyo kizabe gitagatifu.

30Uzasige Aroni n'abahungu be, maze ubatagatifuze ngo begukire ubuherezabitambo bwanjye.

31Hanyuma uzabwire Abayisraheli, uti 'Aya ngaya ni amavuta matagatifu agenewe gusiga; uko ibihe bigenda bisimburana.'

32Ntibazayasige ku mubiri w'umuntu, kandi ntibazakore ayandi ameze nka yo. Ni ikintu gitagatifu, maze azakomeze ababere matagatifu.

33Nihagira ugerageza gukora amavuta nk'ayo, cyangwa akayasiga ku muntu usanzwe, uwo nguwo azacibwa mu muryango we.»

### Uko bazakora imibavu mitagatifu

34Uhoraho abwira Musa, ati «Ushake imibavu: amakakama atoranyijwe, imbingo zihumura z'amoko yose, n'ububani bw'indobanure, byose mu rugero ruhwanye.

35Uzabikoremo umubavu utwikwa, uvanze ku buryo bw'abahanga; uzongeremo


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

umunyu , maze byose bihinduke umubavu usukuye kandi mutagatifu.

36Uzasye mukeya, maze uwushyire imbere y'urwibutso rw'Isezerano, mu ihema ry'ibonaniro, aho nzajya mbonanira nawe. Uzakubere ikintu gitagatifu rwose.

37N'uwo mubavu uzakora, ntuzagire undi wikorera umeze nka wo; uzakubere ikintu cyeguriwe Uhoraho.

38Nihagira umuntu ukora undi nka wo, ngo awinukirize, azacibwa mu muryango we.»

## Iyimukamisiri 31

### Abakozi bazahanga ibikoresho byose bigenewe Ingoro y'Uhoraho

1Uhoraho abwira Musa, ati

2«Dore mpamagaye mu izina rye Besaleli, mwene Uri, umwuzukuru wa Huri, wo mu nzu ya Yuda.

3Namwujujemo umwuka w'Imana, maze muha ubuhanga, ubwenge n'ubumenyi bw'imyuga iyo ari yo yose,

4kugira ngo ahimbe ibikoresho by'agaciro, bicuzwe muri zahabu, feza, n'umuringa;

5kandi aconge amabuye y'indobanure, abaze ibiti, anatunganye imirimo iyo ari yo yose.

6Kandi dore nashyize Oholiyabu, mwene Ahisamaki wo mu nzu ya Dani, hamwe na we. Umutima wa buri muhanzi nawushyizemo ubuhanga, kugira ngo bazakore ibyo nagutegetse byose:

7ihema ry'ibonaniro n'ubushyinguro bw'Isezerano, urwicurizo ruri hejuru yabwo, n'ibintu byose byo mu ihema,

8nk'ameza n'ibikoresho byayo, ikinyarumuri cya zahabu iyunguruye n'ibigendana na cyo byose, kimwe n'urutambiro rw'imibavu,

9urutambiro rw'ibitambo bitwikwa n'ibikoresho byarwo byose, igikarabiro n'urugata rwacyo,

10imyambaro y'imihango n'imyambaro mitagatifu ya Aroni umuherezabitambo, kimwe n'imyambaro abahungu be bambara bakora iby'ubuherezabitambo,

11amavuta yo gusiga n'imibavu ihumura igenewe Ingoro. Ibyo byose bazabirangize bakurikije ayo mabwiriza yose naguhaye.»

### Ikiruhuko cy'isabato

12Uhoraho abwira Musa aya magambo, ati

13«Ubwire Abayisraheli, uti 'Muzubahirize amasabato yanjye mubishishikariye, kuko


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ari cyo kimenyetso nashyize hagati yanjye namwe, uko ibisekuru byanyu bikurikirana, kugira ngo bamenye ko ari jye Uhoraho ubatagatifuza.

14Muzakurikize rero isabato, kuko ari umunsi mutagatifu kuri mwe. Utazayubahiriza wese, azicwe.' Umuntu wese uzakora umurimo kuri uwo munsi, azacibwe mu bo bava inda imwe.

15Mu minsi itandatu bazajye bakora imirimo, maze umunsi wa karindwi ube uw'ikiruhuko cy'isabato, umunsi mutagatifu wagenewe Uhoraho. Umuntu wese uzakora umurimo ku munsi w'isabato, azicwe.

16Abayisraheli bazakurikize rero isabato, maze isabato izababere Isezerano ry'indahinduka kuva mu gisekuru kujya mu kindi.

17Ni ikimenyetso kizahoraho iteka ryose hagati yanjye n'Abayisraheli, kuko Uhoraho yaremye ijuru n'isi mu minsi itandatu, ariko ku munsi wa karindwi agahagarika imirimo, akaruhuka.»

18Uhoraho amaze kuvuganira na Musa ku musozi wa Sinayi, amuha ibimanyu bibiri by'amabuye y'urwibutso rw'Isezerano. Ayo mabuye yari abaje, kandi yandikishijweho urutoki rw'Imana.

## Iyimukamisiri 32

### Icyaha cy'Abayisraheli

1Imbaga ibonye ko Musa atinze kumanuka ku musozi, ikoranira iruhande rwa Aroni, maze baramubwira bati «Ngaho dukorere imana zo kutugenda imbere; kuko Musa uriya, watuvanye mu gihugu cya Misiri, tutazi uko byamugendekeye!»

2Aroni arababwira ati «Nimukure impeta za zahabu ku matwi y'abagore banyu, n'ay'abahungu banyu n'abakobwa banyu, maze muzinzanire.»

3Bose biyambura impeta za zahabu bari bafite ku matwi, bazizanira Aroni.

4Nuko yakira iyo zahabu, arayishongesha, ayicuramo ishusho ry'ikimasa. Nuko baravuga bati «Israheli, dore imana zawe zakuvanye mu gihugu cya Misiri!»

5Aroni ngo abibone, yubaka urutambiro imbere y'icyo kigirwamana, maze avuga aranguruye ati «Ejo hazaba umunsi mukuru wo kubaha Uhoraho!»

6Bukeye bwaho rero, mu gitondo cya kare, batura ibitambo bitwikwa, bazana n'igitambo cy'ubuhoro. Nuko imbaga iricara, bararya, baranywa, nyuma barahaguruka barabyina.

7Ubwo ngubwo Uhoraho abwira Musa, ati «Hogi manuka, kuko umuryango wawe, wa muryango wavanye mu gihugu cya Misiri, wihumanije!

8Ntibatindiganije guteshuka inzira nari narabategetse; bihimbiye ikigirwamana cy'ikimasa, bapfukama imbere yacyo, maze bagitura ibitambo, bavuga ngo 'Israheli,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

dore imana zawe zakuvanye mu gihugu cya Misiri'»!

9Uhoraho abwira Musa, ati «Ndabona neza ko uyu muryango ufite ijosi rishingaraye!

10Ubu ngubu noneho ndeka, maze uburakari bwanjye bugurumane, mbarimbure! Nyamara wowe nzakugira ihanga rikomeye!»

11Musa yurura Uhoraho Imana ye, avuga ati «Mbese Uhoraho, kuki uburakari bwawe bwagurumanira umuryango wawe, wivaniye ubwawe mu gihugu cya Misiri ukoresheje ububasha bukaze bw'ukuboko kwawe?

12Ni iki cyatuma Abanyamisiri bavuga ngo 'Yabimuye ino abitewe n'ubugome, agira ngo abicire mu misozi, abatsembe ku isi!' Cubya uburakari bwawe bukaze, maze ureke inabi wari ugiye kugirira umuryango wawe.

13Wibuke indahiro wirahiriye ubwawe usezeranya Abrahamu, na Izaki na Yakobo, abagaragu bawe, ugira uti 'Nzagwiza urubyaro rwanyu nk'inyenyeri zo mu kirere, kandi iki gihugu navuze cyose nzagiha abana banyu, maze bagitunge ingoma ibihumbi.'»

14Nuko Uhoraho yisubiraho, areka inabi yari yashatse kugirira umuryango we.

15Musa arahindukira, amanuka umusozi atwaye bya bimanyu bibiri by'amabuye y'urwibutso rw'Isezerano. Ayo mabuye yari abaje kandi yanditseho ku mpande zombi, imbere n'inyuma.

16Ibyo bimanyu byari byakozwe n'Imana, kandi n'inyandiko yari inyandiko y'Imana, isharaze kuri ibyo bimanyu by'amabuye.

17Yozuwe yumva urwamu rw'imbaga yasakabakaga, maze abwira Musa, ati «Ndumva urwamu rw'intambara mu ngando!»

18Musa arasubiza ati «Urwo rwamu si indirimbo y'umutsindo, si n'amaganya y'abatsinzwe. Jyeweho ndumva ari urwamu rw'indirimbo z'ababyina!»

19Ngo agere hafi y'ingando, abona cya kimasa n'abakibyiniraga. Nuko uburakari bwa Musa buragurumana; ajugunya bya bimanyu by'amabuye, bijanjagurikira mu nsi y'umusozi.

20Maze yenda cya kimasa bari bakoze, aragitwika, agisyamo ivu rigogoye, arivanga n'amazi, maze aryuhira Abayisraheli.

21Musa abwira Aroni, ati «Uyu muryango wakugenje ute kugira ngo wemere kuwukoresha igicumuro gikomeye?»

22Aroni arasubiza ati «Uburakari bwa databuja nibwoye kugurumana! Ubwawe ntuyobewe ko uyu muryango ubogamiye ku kibi.

23Bambwiye bati 'Dukorere imana zo kutugenda imbere, kuko Musa uriya, wa mugabo watuvanye mu gihugu cya Misiri, tutazi uko byamugendekeye!'

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

24Ndababwira rero nti 'Abafite zahabu nibaziyambure ku matwi.' Barazimpa, nzishongesha mu muriro, maze havamo icyo kimasa!»

### Bene Levi bayoboka Uhoraho

25Musa abona ukuntu imbaga yatannye, ko Aroni ari we wari wayiteye gutana, bigatuma abanzi bayo bayiha urw'amenyo!

26Nuko Musa ahagarara ku irembo ry'ingando, aravuga ati «Indahemuka z'Uhoraho, nimunsange!» Nuko abahungu ba Levi bose bakoranira iruhande rwe.

27Arababwira ati «Uhoraho, Imana ya Israheli, aravuze ngo 'Buri muntu muri mwe niyambare inkota ye ku itako, maze mugende mu ngando, muzenguruke hose muva ku nzu imwe mujya ku yindi; buri muntu yice uwo bahuye, yaba mwene nyina, yaba incuti ye, cyangwa undi bafitanye isano!'»

28Abahungu ba Levi bakora icyo Musa abategetse, maze uwo munsi mu mbaga hagwa abantu nk'ibihumbi bitatu.

29Hanyuma Musa aravuga ati «Kuva uyu munsi Uhoraho arabiyeguriye, kuko ari ntawashidikanyije kurwanya umuhungu we, cyangwa se mwene nyina; uyu munsi Uhoraho nabahe umugisha.»

### Musa asabira imbabazi Abayisraheli

30Bukeye bwaho, Musa abwira rubanda, ati «Mwakoze icyaha gikomeye! None ubu ngubu ngiye kuzamuka njye imbere y'Uhoraho, wenda nashobora kubaronkera imbabazi z'igicumuro cyanyu.»

31Musa yongera gusanga Uhoraho, maze aravuga ati «Nta byo! Uyu muryango wakoze icyaha gikomeye: bihimbiye ibigirwamana bya zahabu!

32None rero, ubabarire igicumuro cyabo, bitabaye ibyo unsibanganye mu gitabo wanditse!»

33Uhoraho asubiza Musa, ati «Uwancumuyeho ni we nzasibanganya mu gitabo cyanjye!

34Ngaho genda, uyobore umuryango aho nakubwiye, umumalayika wanjye ni we uzakugenda imbere. Ariko umunsi wo kubahana nugera, nzabahanira igicumuro cyabo!»

35Nuko Uhoraho ahana imbaga kubera ikimasa bari bacuze, cya kindi Aroni yari yakoze.

## Iyimukamisiri 33

### Imana ibategeka gukomeza urugendo

1Uhoraho abwira Musa, ati «Genda uve aha hantu, wowe n'umuryango wavanye mu


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

gihugu cya Misiri, maze uzamuke ugana mu gihugu nasezeranije Abrahamu, na Izaki na Yakobo, nkabarahira mvuga nti 'Nzagiha urubyaro rwawe.'

2Nzohereza umumalayika akujye imbere, maze nzirukane Abakanahani, n'Abahemori, n'Abaheti, n'Abaperezi, n'Abahivi, n'Abayebuzi.

3Ngaho zamuka ugana mu gihugu gitemba amata n'ubuki. Ariko jye sinzajyana namwe, kuko muri umuryango ufite ijosi rishingaraye, hato ntazabatsembera mu nzira.»

4Imbaga yumvise ayo magambo akarishye, irashavura, maze ntihagira umuntu wambara iby'umurimbo.

5Uhoraho rero abwira Musa, ati «Ubwire Abayisraheli uti 'Muri umuryango ufite ijosi rishingaraye! Ndamutse njyanye namwe akanya gatoya, nabarimbura. Ngaho nimufashe hasi imyambaro yanyu y'imirimbo, ndaba ndeba uko ngomba kubagenza.'»

6Abayisraheli biyambura imyambaro yabo y'imirimbo, guhera aho bari bari ku musozi wa Horebu.

### Ihema ry'ibonaniro

7Musa yendaga ihema, maze akarishinga hirya y'ingando, ahitaruye, rikitwa ihema ry'ibonaniro. Nuko uwashakaga wese kugisha inama Uhoraho, akajya ku ihema ry'ibonaniro ryari hanze y'ingando.

8Iyo Musa yasohokaga ngo ajye ku ihema, imbaga yose yarahagurukaga, buri muntu agahagarara ku muryango w'ihema rye; nuko bagakurikiza Musa amaso kugeza igihe yinjiriye mu ihema.

9Musa yamara kwinjira mu ihema, ya nkingi y'agacu ikamanuka, maze igahagarara ku muryango w'ihema, Uhoraho akaganira na Musa.

10Imbaga yose yabaga ireba inkingi y'agacu gahagaze ku muryango w'ihema; maze imbaga yose igahaguruka, buri muntu agapfukama ku muryango w'ihema rye.

11Uhoraho rero akavugana na Musa bahanganye amaso, mbese nk'uko umuntu avugana n'undi. Hanyuma Musa agasubira mu ngando; ariko umufasha we, umusore witwa Yozuwe mwene Nuni, ntave mu ihema.

### Imana iganira na Musa

12Musa abwira Uhoraho, ati «Dore urambwira ngo 'Nyobore iyi mbaga', ariko ntiwamenyesheje uwo uzatuma ngo tujyane. Nyamara ni wowe wivugiye uti 'Ndakuzi mu izina', urongera uti 'Wagize ubutoni mu maso yanjye!'

13None rero, niba koko mfite ubutoni mu maso yawe, ngaho mbwira inzira zawe maze nkumenye, bityo ngire ubutoni mu maso yawe. Ikindi kandi, ibuka ko iri hanga ari umuryango wawe!»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14 Uhoraho ati «Ese uribwira ko ari jye ubwanjye tuzajyana ngo nguhe ihumure?»

15 Musa ati «Niba utaje ngo tujyane, wikwirirwa uduhagurutsa aha ngaha.

16 Naho ubundi se, ni iki kizerekana ko jyewe n'umuryango wawe dufite ubutoni mu maso yawe? Si uko wajyana natwe, bityo jyewe n'umuryango wawe ntiduse n'indi miryango iri ku bwisanzure bw'isi?»

17 Uhoraho asubiza Musa, ati «Icyo unsabye na cyo nzagikora, ku mpamvu y'uko ufite ubutoni mu maso yanjye, kandi nkaba nkwiyiziye mu izina.»

18 Musa ati «Ngaho rero nyereka ikuzo ryawe!»

19 Uhoraho ati «Ndanyuza ububengerane bwanjye bwose imbere yawe, maze ntangaze izina ryanjye 'Uhoraho'. Ngirira ibambe uwo nishakiye, nkagirira impuhwe uwo nishakiye.»

20 Yungamo ati «Nta bwo washobora kubona uruhanga rwanjye, kuko nta muntu wabasha kumbona ngo agumye abeho.»

21 Uhoraho arongera ati «Ngwino nkwereke aho uba uhagaze iruhande rwanjye. Ndaguhagarika hejuru y'urutare.

22 Igihe rero ikuzo ryanjye riza guhita, ndagushyira mu bwihugiko bw'urutare, maze ngutwikirize ikiganza cyanjye kugeza ubwo ntambutse.

23 Hanyuma nkuvaneho ikiganza, maze umbone mu mugongo gusa; naho uruhanga rwanjye, ntawashobora kurureba.»

## Iyimukamisiri 34

### Amabuye mashya yanditseho amategeko

1 Uhoraho abwira Musa, ati «Ubaze ibimanyu bibiri by'amabuye nk'ibya mbere, maze kuri ibyo bimanyu nandikeho amagambo yari kuri bya bimanyu bya mbere wamenaguye.

2 Uzabe witeguye ejo mu gitondo cya kare, maze bugicya uzazamuke hejuru y'umusozi wa Sinayi, uhagarare imbere yanjye, hariya mu mpinga y'umusozi.

3 Ntihazagire umuntu uzamukana nawe; ntihazagire n'ukandagira kuri uwo musozi aho ariho hose; ndetse n'amatungo magufi cyangwa maremare ntazarishe ahegereye uyu musozi.»

4 Nuko Musa abaza ibimanyu bibiri by'amabuye nk'ibya mbere. Arazinduka, azamuka umusozi wa Sinayi, nk'uko Uhoraho yari yabimutegetse, maze ajyana mu ntoki ibimanyu bibiri by'amabuye.

5 Nuko Uhoraho amanuka mu gacu, ahahurira na we, maze atangaza izina rye «Uhoraho».

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6 Uhoraho rero anyura imbere ya Musa, maze avuga aranguruye ati «Ndi Uhoraho, Uhoraho Imana igira impuhwe n'ineza, itinda kurakara, yuje ubuntu n'ubudahemuka,

7 Imana igaragariza ubuntu bwayo ibisekuru ibihumbi n'ibihumbi, ikihanganira igicumuro, ubwigomeke n'icyaha, ariko ntireke guhanira igicumuro cy'ababyeyi mu bana n'abuzukuru babo, kugeza mu gisekuru cya gatatu n'icya kane!»

8 Ako kanya Musa akubita amavi ku butaka, arapfukama.

9 Nuko aravuga ati «Nyagasani, niba koko mfite ubutoni mu maso yawe, ngaho databuja niyemere kugendana natwe. Yego turi umuryango ufite ijosi rishingaraye; ariko rero utubabarire ibicumuro byacu n'ibyaha byacu, maze utugire ubukonde bwawe!»

### Uhoraho yongera kugirana Isezerano n'Umuryango we

10 Uhoraho rero aravuga ati «Ngiye kugirana nawe Isezerano! Mu ruhame rw'umuryango wawe wose, ngiye gukora ibintu bitangaje, bitigeze bibaho mu gihugu na kimwe cyangwa mu ihanga na rimwe; maze imbaga yose igukikije yibonere igikorwa cy'Uhoraho, kuko ibintu ngiye gukorana nawe biteye ubwoba!

11 Urakurikize neza ibyo ngutegeka uyu munsi. Dore nzirukana imbere yawe Umuhemori, Umukanahani, Umuheti, Umuperezi, Umuhivi n'Umuyebuzi.

12 Uzirinde kugirana isezerano n'abaturage b'igihugu ugiyemo, hato bitazakubera umutego.

13 Ahubwo muzahirike intambiro zabo, mumenagure inkingi z'amabuye bashinze, kandi mutemagure ibiti byeguriwe ibigirwamana byabo.

14 Ntuzagire rero indi mana upfukamira, kuko izina ry'Uhoraho ari Rudaharikwa, akaba Imana ifuha.

15 Uramenye ntuzagirane isezerano n'abatuye icyo gihugu, hato batazagutumira igihe bazaba bakora ibibi basenga ibigirwamana byabo, babitura ibitambo, maze ukarya ku bitambo byabo.

16 N'umuhungu wawe ntuzamusabire mu bakobwa babo, hato abo bakobwa batazatera abahungu bawe gukora ibibi basenga ibigirwamana byabo.

17 Ntuziremere imana zicuzwe mu cyuma.

18 Uzubahirize iminsi mikuru y'imigati idasembuye. Mu minsi irindwi uzarye imigati idasembuye nk'uko nabigutegetse, ku itariki nashyizeho y'ukwezi kw'Amahundo, kuko ukwezi kw'Amahundo ari ko wimutseho mu Misiri.

19 Umuhungu wavutse uburiza wese ni uwanjye, kimwe n'icyavutse uburiza cyose cy'igitsinagabo mu matungo yawe, ari inka, ari intama.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[20]Uburiza bw'indogobe uzabucunguze umwana w'intama; niba utayibucunguje, uzabuvune ijosi. Uburiza bwose bw'abahungu bawe na bwo uzabucungure. Kandi ntihazagire uhinguka amara masa imbere yanjye.

[21]Uzakore imirimo iminsi itandatu, ariko ku munsi wa karindwi uzaruhuke; kabone n'aho haba ari igihe cy'ihinga cyangwa icy'isarura, uzaruhuke.

[22]Uzubahirize umunsi mukuru w'Ibyumweru ubigirira kurya umuganura w'ingano zeze. Uzubahirize n'umunsi mukuru w'Ihunika mu ndunduro y'umwaka.

[23]Gatatu mu mwaka, abagabo bose bazaze kwiyereka Nyagasani Uhoraho Imana ya Israheli.

[24]Koko rero nimara kwirukana amahanga imbere yawe, no kwagura igihugu cyawe, nta wundi uzararikira isambu yawe igihe uzaba wagiye kwiyereka Uhoraho Imana yawe, gatatu mu mwaka.

[25]Ntuzanture igitambo cy'amaraso giherekejwe n'imigati isembuye; kandi igitambo uturiye umunsi mukuru wa Pasika ntikizarenge ijoro ngo kigere mu gitondo.

[26]Uzazane mu Ngoro y'Uhoraho Imana yawe umuganura w'imbuto zeze mu murima wawe. Ntuzateke umwana w'ihene mu mahenehene ya nyina.»

[27]Uhoraho abwira Musa, ati «Andika aya magambo witonze, kuko Isezerano ngiranye nawe kimwe na Israheli rishingiye kuri ayo magambo.»

[28]Musa agumana aho ngaho n'Uhoraho iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine, nta kurya umugati, nta no kunywa amazi. Nuko yandika ku bimanyu by'amabuye amagambo y'Isezerano, ari yo ya magambo cumi.

## Musa amanuka ku musozi

[29]Musa amanuka ku musozi wa Sinayi afite mu ntoki ibimanyu bibiri by'amabuye byanditseho Isezerano. Ubwo yamanukaga, ntiyari azi ko mu ruhanga rwe harabagiranaga kubera ko yaganiriye n'Uhoraho.

[30]Aroni n'Abayisraheli bose babona Musa, n'ukuntu mu maso he harabagiranaga! Nuko bagira ubwoba bwo kumwegera.

[31]Musa arabahamagara; Aroni n'abatware bose b'imbaga bagaruka bamusanga, maze arabavugisha.

[32]Hanyuma Abayisraheli bose baramwegera, abamenyesha amategeko yose Uhoraho yari yamubwiriye hejuru y'umusozi wa Sinayi.

[33]Musa arangije kubibabwira, yipfuka igitambaro mu maso.

[34]Iyo Musa yabagaga yinjiye imbere y'Uhoraho ngo avugane na we, yavanagaho icyo gitambaro kugeza igihe asohokeye mu ihema; yagera hanze, akabwira Abayisraheli ibyo yabaga yategetswe:

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

35Abayisraheli babonaga mu maso ha Musa harabagirana. Nuko Musa agasubiza igitambaro mu maso, kugeza ubwo yongera kwinjira ngo avugane n'Uhoraho.

## Iyimukamisiri 35

# IYUBAKWA RY'INGORO Y'UHORAHO

### Itegeko ryo kuruhuka ku isabato

1Musa ahamagaza imbaga yose y'Abayisraheli, arababwira ati «Nimwumve ibyo Uhoraho abategetse kujya mukora.

2Mu minsi itandatu muzakore imirimo, naho umunsi wa karindwi uzababere isabato ntagatifu, umunsi w'ikiruhuko weguriwe Uhoraho. Umuntu wese uzakora kuri uwo munsi azicwa.

3Ntimuzacana umuriro mu nzu yanyu n'imwe ku munsi w'isabato.»

### Abayisraheli bazana imfashanyo zo kubaka Ingoro y'Uhoraho

4Musa abwira ikoraniro ryose ry'Abayisraheli aya magambo, ati «Nimwumve icyo Uhoraho yategetse.

5Nimugabanye ku bintu byanyu ituro ry'Uhoraho. Umuntu wese w'umutima utagundira azazanira Uhoraho imfashanyo ye: zahabu, na feza, n'umuringa,

6imyenda y'isine, n'iy'umuhemba, n'itukura, hariri inetereye, n'ubwoya bw'ihene,

7impu z'amapfizi y'intama zirabyemo ikigina, n'impu z'ibihura, n'ibiti by'iminyinya,

8n'amavuta y'imizeti yo gucana itara, imibavu igenewe kuvangwa n'amavuta yo gusiga, n'imibavu yo gutwika;

9amabuye y'agaciro, n'amabuye yo gutaka ku musanganyagihimba no ku musesuragituza.

10N'abakozi banyu bose b'abahanga nibaze, maze barangize icyo Uhoraho yategetse.

11Ibyo ni Ingoro n'ihema ryayo, umutwikiro waryo, ibifunga byaryo, imbaho zaryo, imitambiko yaryo, imiganda yaryo, n'ibishyigikizo byaryo;

12ubushyinguro n'imijishi yabwo, urwicurizo n'umubambiko ubikingiye;

13ameza hamwe n'imijishi yayo n'ibikoresho byayo byose, hamwe n'imigati y'umumuriko;

14ikinyarumuri cyo kumurika, hamwe n'ibikoresho byacyo, amatara yacyo n'amavuta y'imizeti akigenewe;

15urutambiro rw'imibavu n'imijishi; amavuta yo gusiga n'imibavu yo gutwika; umubambiko ukinze ku muryango w'Ingoro;

16urutambiro rw'ibitambo bitwikwa n'uruzitiro rwarwo rw'umuringa, imijishi


© 2012, Bible Society of Rwanda.

yarwo n'ibikoresho byarwo byose; igikarabiro n'urugata rwacyo;

17imibambiko ikingiye urugo, inkingi zayo, ibishyigikizo byayo, n'umubambiko ukingiye irembo ry'urugo rw'Ingoro;

18imiganda y'Ingoro, imiganda y'inkike z'Ingoro hamwe n'ibiziriko byazo;

19imyambaro y'ibirori igenewe imihango mu Ngoro, imyambaro mitagatifu y'umuherezabitambo Aroni, n'imyambaro abahungu be bazambara batunganya imirimo y'ubuherezabitambo.»

20Nuko ikoraniro ryose ry'Abayisraheli rimaze kuva iruhande rwa Musa,

21ab'umutima ukeye kandi wuzuye ubuntu bose baraza, batanga umusanzu w'Uhoraho mu bwubatsi bw'ihema ry'ibonaniro, n'imirimo yaryo yose, n'imyambaro mitagatifu.

22Haza abagabo kimwe n'abagore; ab'umutima ugira ubuntu bazana amaherena, n'impeta, n'inigi, n'ibintu bya zahabu by'amoko yose, maze buri muntu wabituraga Uhoraho, akabimuhereza nk'uko batura zahabu.

23Bazana n'ibindi bafite imuhira: imyenda y'isine, n'iy'umuhemba n'itukura, hariri inetereye, n'ubwoya bw'ihene, impu z'amapfizi y'intama zirabyemo ikigina, n'impu z'ibihura.

24Abari bateganyije bose ituro rya feza n'umuringa, babizanira Uhoraho. Abari bafite imuhira ibiti by'iminyinya bigenewe imirimo yose y'ubwubatsi, barabizana.

25Abagore bose bari bafite ubuhanga bwo gukaraga ubudodo, barabuboha, barabuzana: ubw'isine, n'ubw'umuhemba n'ubw'umutuku, n'ubwa hariri inetereye.

26Abagore bose bari babifitiye ubuhanga, bakaraga ubwoya bw'ihene.

27Abatware b'imiryango bazana amabuye y'agaciro, n'amabuye yo gutaka ku musanganyagihimba no mu musesuragituza,

28bazana imibavu n'amavuta y'imizeti bigenewe amatara, amavuta yo gusiga n'imibavu yo gutwika.

29Mbese Abayisraheli bose, ari abagabo ari n'abagore, bafite umutima ukeye, bazanira Uhoraho amaturo bigeneye, kugira ngo batunganye imirimo yose Uhoraho yari yabategetse abitumye Musa.

### Besaleli na Oholiyabu batangira imirimo yo kubaka Ingoro

30Nyuma Musa abwira Abayisraheli, ati «Nimurebe, Uhoraho yihamagariye mu izina Besaleli mwene Uri, umwuzukuru wa Huri, wo mu nzu ya Yuda.

31Yamwujujemo umwuka w'Imana, kandi yamuhaye ubuhanga, ubwenge, n'ubumenyi bw'imyuga iyo ari yo yose,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

32kugira ngo ahimbe ibikoresho by'agaciro, bicuzwe muri zahabu, feza n'umuringa;

33kugira ngo aconge amabuye y'indobanure, abaze ibiti, anatunganye imirimo iyo ari yo yose.

34Yashyize kandi mu mutima we ingabire yo kubyigisha, nk'uko yayihaye na Oholiyabu mwene Ahisamaki, wo mu nzu ya Dani.

35Bombi yabujujemo ubwenge bwo gukora imirimo yose yo gusharaga, gushushanya, gutaka amabara ku myenda y'isine, y'umuhemba n'itukura, kuri hariri inetereye, no kuboha imyenda; mbese gutunganya amoko yose y'imirimo no guhimba ibikorwa by'ubwenge.

## Iyimukamisiri 36

1Besaleli, Oholiyabu, n'abantu bose b'abanyabwenge, abo Uhoraho yashyizemo ubwenge n'ubuhanga bwo gutunganya imirimo yose igenewe imihango y'Ingoro, bazabirangize uko Uhoraho yabitegetse.»

2Musa ahamagaza Besaleli, na Oholiyabu, n'abantu bose b'abanyabwenge, abo Uhoraho yashyize ubwenge mu mutima; bashishikarira uwo murimo ngo bawurangize.

3Musa abaha amaturo yose Abayisraheli bari barazaniye gutunganya imirimo y'ubwubatsi bw'Ingoro kandi buri gitondo imbaga igakomeza kuzanira Musa amaturo yishakiye.

4Nuko abo bahanga bakoraga imirimo y'Ingoro, bahagarika akazi bari bashishikariye, buri wese aza kubwira Musa, ati

5«Imbaga iratura ibirengeje kure ibya ngombwa bigenewe kurangiza imirimo Uhoraho yategetse gukora!»

6Musa atanga itegeko, maze batangaza mu ngando hose ngo «Ntihagire umuntu, ari umugabo ari umugore, wongera guhihibikanira iby'amaturo y'Ingoro.» Nuko bahagarika rubanda,

7kuko ibyo bari bazanye byari bihagije ku mirimo yose yagombaga gukorwa, ndetse binarengejeho.

### Ingoro y'Uhoraho ubwayo

8Nuko abakozi bose barushaga abandi ubuhanga bashinga Ingoro. Bategura imyenda cumi muri hariri ihotoye, no mu bwoya bw'isine, bw'umuhemba n'ubutukura, hamwe n'Abakerubimu batatseho.

9Uburebure bw'umwenda bwari imikono makumyabiri n'umunani. Ubugari bw'umwenda bukaba imikono ine. Imyenda yose yaraeshyaga.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Bafatanya itanu muri iyo myenda, umwe ku wundi; bafatanya n'iyindi itanu umwe ku wundi.

11Bashyira utugozi tw'umuhemba w'ibihogo ku muguno w'umwenda waherukaga urufatane rwa mbere; babigenza batyo no ku mwenda wabanzirizaga urufatane rwa kabiri.

12Bapfundika utugozi mirongo itanu ku mwenda waherukaga urufatane rwa mbere; bapfundika n'utugozi mirongo itanu ku mwenda wabanzirizaga urufatane rwa kabiri, maze utwo tugozi tukagenda dutegana, kamwe ku kandi.

13Bakora ibifungo mirongo itanu bya zahabu bafungisha urufatane rwa mbere ku rundi, bityo Ingoro irakomera ku mpande zose.

14Bakora kandi n'indi myenda y'ubwoya bw'ihene, maze bayitwikiriza Ingoro, nk'uko amahema amera; bakora bene iyo myenda cumi n'umwe.

15Uburebure bw'umwenda bwari imikono mirongo itatu, n'ubugari bw'umwenda bukaba imikono ine. Iyo myenda cumi n'umwe yarareshyaga.

16Muri iyo myenda bateranya itanu ukwayo, n'indi itandatu ukwayo, (ku buryo na yo ihinduka ibifatane bibiri).

17Bashyira utugozi mirongo itanu ku musozo w'umwenda waherukaga urufatane rumwe; bashyira kandi utugozi mirongo itanu ku musozo w'umwenda wabanzirizaga urufatane rwa kabiri.

18Bakora n'ibifungo mirongo itanu by'umuringa byo gufungisha ibyo bifatane byombi. Bityo ihema ryose rikaba risakawe neza.

19Byongeye ihema barikorera umutwikiro w'impu z'amapfizi y'intama zirabyemo ikigina, barikorera n'umutwikiro w'impu z'ibihura wo kugereka hejuru.

20Ingoro kandi bayikorera inkuta z'imbaho mu biti by'iminyinya zishinze impagarike.

21Uburebure bw'urubaho bwari imikono cumi, n'ubugari bw'urubaho bwari umukono umwe n'igice.

22Kuri buri rubaho hari inkwikiriro ebyiri zifatanye rumwe ku rundi. Babigenza batyo ku mbaho zose z'Ingoro.

23Bategurira Ingoro imbaho makumyabiri ku ruhande rw'amajyepfo.

24Mu nsi y'izo mbaho makumyabiri, bahashyira ibishyigikizo mirongo ine bya feza, ibishyigikizo bi biri mu nsi ya buri rubaho, bigenewe inkwikiriro zarwo zombi.

25Ku ruhande rwa kabiri rw'Ingoro rwerekeye amajyaruguru, bahategura imbaho makumyabiri,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[26]kimwe n'ibishyigikizo byazo mirongo ine bya feza, ibishyigikizo bibiri mu nsi ya buri rubaho.

[27]N'urukuta rw'inyuma y'Ingoro barutegurira imbaho esheshatu, aherekeye iburengerazuba;

[28]bategura n'imbaho ebyiri zigenewe inguni z'inyuma y'Ingoro.

[29]Izo zarushaga izindi gufatana kubera inkwikiriro zazo nyinshi.

[30]Bityo hari imbaho munani kumwe n'ibishyigikizo byazo bya feza, ibishyigikizo cumi na bitandatu, ibishyigikizo bibiri mu nsi ya buri rubaho.

[31]Bakora n'imitambiko mu biti by'iminyinya: itanu igenewe imbaho o ku ruhande rwa mbere rw'Ingoro,

[32]itanu igenewe imbaho zo ku ruhande rwa kabiri rw'Ingoro, n'indi itanu igenewe imbaho z'inyuma y'Ingoro aherekeye iburengerazuba.

[33]Bategura umutambiko umwe wambukiranyaga imbaho, kuva ku rwa mbere kugeza ku rwa nyuma, unyuze hagati yazo.

[34]Imbaho bazomekaho zahabu, n'ibifunga byazo bigenewe gushyirwamo imitambiko babikora muri zahabu, kandi n'imitambiko bayomekaho zahabu.

[35]Bakora umubambiko mu bwoya bw'isine, bw'umuhemba n'ubw'umutuku, no muri hariri ihotoye; maze batakaho n'Abakerubimu.

[36]Bawubariza inkingi enye z'umunyinya zometseho zahabu, n'intendekero zazo za zahabu; bazicurira ibishyigikizo bine bya feza.

[37]Umuryango w'ihema bawudodera uwundi mubambiko watatswe n'umuhanga mu bwoya bw'isine, n'ubw'umuhemba, n'ubw'umutuku, no muri hariri ihotoye.

[38]Uwo mubambiko bawukorera inkingi eshanu, n'intendekero zazo, n'amasonga yazo, n'ibifunga byazo, maze babyomekaho zahabu. Ibishyigikizo byazo bitanu byari bikozwe mu muringa.

## Iyimukamisiri 37

### Ubushyinguro bw'Isezerano

[1]Besaleli abaza ubushyinguro mu giti cy'umunyinya. Uburebure bwabwo bwari imikono ibiri n'igice, ubugari bwabwo bukaba umukono umwe n'igice, n'ubuhagarike bwabwo bukaba umukono umwe n'igice.

[2]Imbere n'inyuma, abwomekaho zahabu iyunguruye, maze abuzengurutsaho umusozo wa zahabu.

[3]Abucurira ibifunga bine bya zahabu bigenewe amaguru yabwo, ibifunga bibiri mu


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ruhande rumwe n'ibifunga bibiri mu rundi.

4Abaza imijishi mu giti cy'umunyinya maze ayomekaho zahabu.

5Mu bifunga biri ku mpande z'ubushyinguro yinjizamo imijishi yo kubuheka.

6Akora urwicurizo muri zahabu iyunguruye, rufite uburebure bw'imikono ibiri n'igice, n'ubugari bw'umukono umwe n'igice.

7Akora Abakerubimu babiri muri zahabu. Abacura muri zahabu itsitse, ku mitwe yombi y'urwicurizo,

8Umukerubimu umwe ku mutwe umwe n'undi Mukerubimu ku wundi mutwe. Abashyira ku mitwe yombi y'urwicurizo, kandi bafatanye na rwo.

9Abakerubimu bari bafite amababa aramburiye hejuru y'urwicurizo, bakarutwikiriza amababa yabo kandi berekeranye; uruhanga rwabo rukaba rwunamiye ku rwicurizo.

## Ameza bateguraho imigati y'umumuriko

10Akora ameza mu giti cy'umunyinya. Uburebure bwayo bwari imikono ibiri, ubugari bwayo bukaba umukono umwe, n'ubuhagarike bwayo bukaba umukono umwe n'igice.

11Ayomekaho zahabu iyunguruye, maze ayazengurutsaho umusozo wa zahabu.

12Hagati y'amaguru y'ameza atambikaho utubaho tungana no mu kiganza, maze utwo tubaho adushyiraho zahabu.

13Ameza ayacurira ibifunga bine bya zahabu, maze ashyira ibyo bifunga ku nkokora enye z'amaguru yayo.

14Iruhande rw'imitambiko, ahashyira ibifunga byo kwinjizwamo imijishi yo guheka ameza.

15Akora imijishi mu biti by'iminyinya, maze ayomekaho zahabu, kugira ngo bajye bayikoresha baheka ameza.

16Akora ibikoresho bigenewe ameza: amasahani, imbehe, ibikopo, n'udukombe bigenewe ibitambo biseswa; abikora muri zahabu iyunguruye.

## Ikinyarumuri gifite amashami arindwi

17Hanyuma Besaleli akora ikinyarumuri muri zahabu iyunguruye. Ikirenge cyacyo n'uruti rwacyo, hamwe n'amababi n'indabo bigitatse, byari bifatanye na cyo.

18Amashami atandatu yari ashingiye ku mpande zacyo: amashami atatu mu ruhande rumwe rw'ikinyarumuri, n'amashami atatu mu rundi ruhande.

19Ku ishami rimwe hari imitako itatu ishushanya umubumburo w'ururabo, bikamera bityo ku mashami atandatu yari ashingiye ku kinyarumuri.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[20]Uruti ubwarwo rw'ikinyarumuri rwari rufite imitako ine ishushanya umubumburo w'ururabo.

[21]Hari umutako mu nsi y'amashami abiri ya mbere ashingiye ku ruti rwacyo, umutako mu nsi y'amashami abiri akurikiyeho ashingiye kuri cyo, n'undi mutako mu nsi y'amashami abiri aheruka ashingiye kuri cyo; bikagenda bityo ku mashami atandatu ashingiye ku kinyarumuri.

[22]Iyo mibumburo n'ayo mashami byari bifatanye n'ikinyarumuri; byose byari bicuze muri zahabu itsitse kandi iyunguruye.

[23]Akora amatara yacyo arindwi, n'ibikoresho bigenewe gutunganya ayo matara, muri zahabu iyunguruye.

[24]Akoresha italenta imwe ya zahabu iyunguruye, kugira ngo arangize icyo kinyarumuri hamwe n'ibikoresho byacyo byose.

### Urutambiro ruturirwaho imibavu

[25]Akora urutambiro rw'imibavu mu giti cy'umunyinya; uburebure bwarwo bwari umukono umwe, ubugari bwarwo bukaba umukono umwe; impande zarwo zarareshyaga, kandi ubujyejuru bwarwo bwari imikono ibiri. Amahembe yarwo yari mu giti kimwe na rwo.

[26]Arwomekaho zahabu iyunguruye ku ruhande rwo hejuru, ku mpande zarwo hirya no hino, no ku mahembe, kandi aruzengurutsaho umuguno wa zahabu.

[27]Arukorera ibifunga muri zahabu mu nsi y'umuguno warwo, bibiri ku mpande ebyiri zarwo, byo kwinjizwamo imijishi igenewe guheka urutambiro.

[28]Akora imijishi mu biti by'iminyinya maze ayomekaho zahabu.

[29]Ategura amavuta agenewe isigwa ritagatifu, n'umubavu w'indobanure wo gutwika, byose bikozwe ku buryo bw'abahanga.

## Iyimukamisiri 38

### Urutambiro rw'ibitambo bitwikwa n'igikarabiro

[1]Akora urutambiro rw'ibitambo bitwikwa, mu biti by'iminyinya, rufite uburebure bw'imikono itanu, n'ubugari bw'imikono itanu — urutambiro rero rwari rufite impande zireshya — n'ubuhagarike bw'imikono itatu.

[2]Ku mfuruka zarwo enye, ashyiraho amahembe, ayo mahembe yari akozwe mu giti kimwe n'urutambiro; maze arwomekaho icyuma cy'umuringa.

[3]Akora ibikoresho byose by'urutambiro: ibyungo byo kuyoreramo ivu, ibidahuzo, ibisukirizo, amakanya n'ibirahuzwa amakara; ibyo bikoresho byose bicuzwe mu cyuma cy'umuringa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4 Urutambiro arukorera uruzitiro rw'utwuma tw'umuringa, dushandikiranije nk'urushundura; urwo ruzitiro rwazengurukaga urutambiro ruhereye hasi rukageza mu cya kabiri cy'ubujyejuru bwarwo.

5 Acura ibifunga bine bigenewe imfuruka enye z'uruzitiro rw'umuringa ngo byinjizwemo imijishi.

6 Akora imijishi mu biti by'iminyinya, maze ayomekaho umuringa.

7 Yinjiza imijishi mu bifunga, ku mpande z'urutambiro, kugira ngo izakoreshwe baruheka. Yarukoze mu mbaho zikorogoshoye.

8 Akora igikarabiro mu muringa, n'urugata rwacyo mu muringa, hamwe n'indorerwamo z'abagore babaga ku izamu ku muryango w'ihema ry'ibonaniro.

### Urugo rukikije Ingoro y'Uhoraho

9 Yubaka urugo rukikije Ingoro. Mu ruhande rw'amajyepfo yayo, urugo rwakingirizwaga n'imibambiko ya hariri ihotoye: ifite uburebure bw'imikono ijana.

10 Iyo mibambiko yari ifashwe n'inkingi makumyabiri, zifite ibishyigikizo makumyabiri by'umuringa; intendekero zo ku nkingi, kimwe n'ibifunga byabyo, byari bikozwe muri feza.

11 Mu ruhande rw'amajyaruguru hari imibambiko ifite uburebure bw'imikono ijana, hamwe n'inkingi makumyabiri n'ibishyigikizo byazo makumyabiri by'umuringa; intendekero zo ku nkingi n'ibifunga byabyo bikaba na byo muri feza.

12 Mu ruhande rw'uburengerazuba hari imibambiko ifite uburebure bw'imikono mirongo itanu hamwe n'inkingi cumi n'ibishyigikizo byazo cumi; intendekero zo ku nkingi n'ibifunga byabyo, bikoze muri feza.

13 No mu ruhande rw'uburasirazuba, ubugari bw'urugo bwari imikono mirongo itanu:

14 hakaba imikono cumi n'itanu y'imibamiko mu ruhande rumwe, hamwe n'inkingi eshatu n'ibishyigikizo byazo bitatu; bityo no ku rundi ruhande.

15 Ubwo rero mu ruhande rumwe rw'irembo ry'urugo no mu rundi ruhande hari hameze kimwe: imikono cumi n'itanu y'imibambiko, hamwe n'inkingi eshatu n'ibishyigikizo byazo bitatu.

16 Imibambiko yose yakingirizaga urugo yari ikozwe muri hariri ihotoye.

17 Ibishyigikizo by'inkingi byari bikozwe mu muringa, intendekero zo ku nkingi n'ibifunga byabyo bikozwe muri feza, n'amasonga y'inkingi bikozwe muri feza. Inkingi zose z'urugo zigafatanywa n'imitambiko ya feza.

18 Umwenda w'irembo ry'urugo wari uboshywe mu bwoya bw'isine, n'ubw'umuhemba, n'ubutukura, na hariri ihotoye. Uburebure bwawo bwari imikono

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

makumyabiri, n'ubujyejuru bwari imikono itanu, kimwe n'imibambiko y'urugo.

19Inkingi zazo enye n'ibishyigikizo byazo bine byari bikozwe mu muringa, intendekero zazo zikozwe muri feza, amasonga n'ibifunga byazo byometseho feza.

20Inkingi zose z'Ingoro n'iz'urugo zari mu muringa.

### Ibyakoreshejwe bubaka Ingoro y'Uhoraho

21Dore umubare w'ibintu byakoreshejwe bubaka Ingoro, Ingoro y'Isezerano: byabaruwe ku itegeko rya Musa, bigirwa n'Abalevi, bayobowe na Itamari mwene Aroni, umuherezabitambo.

22Besaleli mwene Uri, umwuzukuru wa Huri, wo mu nzu ya Yuda, yari yarangije ibyo Uhoraho yari yategetse Musa byose.

23Yabifashijwemo na Oholiyabu mwene Ahisamaki, wo mu nzu ya Dani, wari umuhanga cyane mu mirimo yose yo gucura no kubaza no gutakisha imyenda indodo z'isine, n'iz'umuhemba, n'izitukura, na hariri inetereye.

24Zahabu yose bari batuye kandi yakoreshejwe umurimo wo kubaka Ingoro, yanganaga n'amatalenta makumyabiri n'icyenda, n'amasikeli magana arindwi na mirongo itatu, bikurikije isikeli y'Ingoro.

25Feza yazanywe igihe babaruraga ikoraniro, yanganaga n'amatalenta ijana, n'amasikeli igihumbi magana arindwi na mirongo irindwi n'atanu bikurikije isikeli y'Ingoro.

26Buri muntu wari ufite imyaka makumyabiri cyangwa ayirengeje, yasoze «ibeka», ari byo kuvuga igice cya sikeli, bikurikije isikeli y'Ingoro, kandi abagombaga gusora bari abantu ibihumbi magana atandatu na bitatu na magana atanu na mirongo itanu.

27Amatalenta ijana ya feza yakoreshejwe gucuramo ibishyigikizo by'Ingoro n'ibishyigikizo by'umubambiko; ibishyigikizo ijana ku matalenta ijana bihwanye rero n'italenta imwe ku gishyigikizo kimwe.

28Naho ya masikeli igihumbi magana arindwi mirongo irindwi n'atanu ya feza, bayakoresha intendekero zo ku nkingi, bayomeka ku masonga yazo, kandi bayakoramo n'imitambiko.

29Umuringa bari batuye wanganaga n'amatalenta mirongo irindwi n'amasikeli ibihumbi bibiri magana ane.

30Bayakoresha ibishyigikizo by'umuryango w'ihema ry'ibonaniro, urutambiro rw'umuringa n'uruzitiro rwarwo rw'umuringa, n'ibikoresho byose by'urutambiro,

31ibishyigikizo by'urugo rukikije Ingoro, ibishyigikizo by'irembo ry'urugo n'inkingi zose z'Ingoro, n'inkingi zose zikikije urugo.

## Iyimukamisiri 39


© 2012, Bible Society of Rwanda.

### Abaherezabitambo: imyambaro yabo n'ibindi bibaranga

1Badoda imyambaro mu bwoya bw'isine, bw'umuhemba n'ubutukura, igenewe imihango yo mu Ngoro; maze bakorera Aroni imyambaro mitagatifu, nk'uko Uhoraho yari yarabitegetse Musa.

2Bakora umusanganyagihimba muri zahabu, mu bwoya bw'isine, bw'umuhemba n'ubutukura no muri hariri ihotoye.

3Zahabu bayihwahuza inyundo, maze bayisaturamo udukwege two gusobekeranya n'indodo z'isine, z'umuhemba, n'izitukura, na hariri inetereye: bikorwa n'umuhanga.

4Bakora n'imishumi ibiri iteye ku mitwe yombi y'umusanganyagihimba igenewe kuwufatisha ku ntugu.

5Umukandara wawo uciye hejuru, byari bidoze kimwe: muri zahabu, mu bwoya bw'isine, bw'umuhemba, n'ubutukura, no muri hariri ihotoye, nk'uko Uhoraho yari yarabitegetse Musa.

6Batunganya amabuye y'agaciro, afungiye mu tugotesho twa zahabu, bayasharagamo amazina y'abana ba Israheli, nk'uko basharaga za kashe.

7Bashyira ayo mabuye ku mishumi y'intugu ifata umusanganyagihimba, kugira ngo ajye ababera iteka urwibutso rw'abana ba Israheli nk'uko Uhoraho yari yarabitegetse Musa.

8Hanyuma bakora umusesuragituza wahimbanywe ubuhanga, ukorwa kimwe n'umusanganyagituza muri zahabu, mu bwoya bw'isine, bw'umuhemba n'ubutukura, no muri hariri ihotoye.

9Wari ufite impande zireshya, kandi umeze nk'uruhago. Uburebure bwawo bwari igice cy'umukono, n'ubugari bwawo ari igice cy'umukono; wari inkubirane.

10Bawutakaho imisitari ine y'amabuye. Umusitari wa mbere wariho isarudoni, itopazi, na emerodi;

11umusitari wa kabiri wariho malakita, isafiri na diyama;

12umusitari wa gatatu wariho opali, agate, na emetisita;

13umusitari wa kane wariho ikirizoliti, imboneranyi, na jasipi. Ayo mabuye yari mu tugotesho twa zahabu twari tuyafunze.

14Amabuye yari ahwanye n'amazina y'abana ba Israheli uko ari cumi na babiri. Yari asharazwe nko muri kashe, buri buye rifite izina ryaryo, rimwe mu mazina y'imiryango cumi n'ibiri.

15Umusesuragituza bawucurira imikufi ya zahabu iyunguruye iboshye nk'utuziriko.

16Bakora utugotesho tubiri twa zahabu n'ibifunga bibiri bya zahabu, maze ibyo


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bifunga byombi babishyira mu mitwe yombi y'umusesuragituza.

17Imitwe ya ya mikufi ibiri ya zahabu bayinjiza mu tugotesho twombi.

18Nuko babishyira hejuru y'imishumi y'intugu z'umusanganyagihimba, ahareba imbere.

19Bakora ibifunga bibiri bya zahabu, babishyira mu nsi y'imishumi y'intugu y'umusesuragituza, ku ruhande rukora ku musanganyagihimba.

20Barongera bakora ibifunga bibiri bya zahabu, ahareba imbere, hafi y'ipfundikiro ryawo, hejuru y'umukandara w'umusanganyagihimba.

21Umusesuragituza bawupfundikisha ibifunga byawo ku bifunga by'umusanganyagihimba, bacishijemo injishi y'umuhemba w'ibihogo, ku buryo umusesuragituza uba hejuru y'umukandara w'umusanganyagihimba. Bityo umusesuragituza ntiwashoboraga kwitandukanyan'umusanganyagihimba, uko Uhoraho yari yarabitegetse Musa.

22Bakora igishura cy'umusanganyagituza, gikozwe n'umuboshyi kikaba umuhemba w'ibihogo.

23Mu gishura rwagati, harimo umwenge unyuramo umutwe, nk'uw'ikoti ry'intambara; maze uwo mwenge ukazengurutswaho umuguno w'umubohano, kugira ngo igishura kitazatanyuka.

24Ku musozo wo hasi batendekaho amapfundo y'ubwoya bw'isine, bw'umuhemba n'ubutukura, na hariri inetereye.

25Bakora amayugi ya zahabu iyunguruye, maze bayashyira ku musozo w'igishura hasi, arawuzenguruka. Impande zose ku musozo wo hasi, amayugi n'amapfundo bikagenda bikurikirana:

26iyugi rimwe n'ipfundo rimwe, iyugi rimwe n'ipfundo rimwe, ku musozo w'igishura, kugira ngo batunganye imihango nk'uko Uhoraho yari yarabitegetse Musa.

27Baboha n'amakanzu ya hariri, agenewe Aroni n'abahungu be.

28Bakora igitambaro cy'umutwe muri hariri, n'imitako y'ingofero za hariri, amakabutura ya hariri ihotoye;

29imikandara ya hariri ihotoye n'ubwoya bw'isine, bw'umuhemba n'ubutukura; byose byatatswe mu buhanga, uko Uhoraho yari yarabitegetse Musa.

30Bakora ikamba muri zahabu iyunguruye, ritatswe n'ururabo imbere, maze basharagamo aya magambo ngo «Uweguriwe Uhoraho».

31Bashyiraho injishi y'umuhemba w'ibihogo yo kurifunga ku gitambaro cyo mu mutwe, uko Uhoraho yari yarabitegetse Musa.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[32]Nguko uko imirimo yose y'Ingoro n'iy'ihema ry'ibonaniro yarangiye. Abayisraheli batunganyije byose, bakurikije ibyo Uhoraho yari yarategetse Musa.

### Musa amurikirwa imirimo bari bakoze

[33]Bamurikira Musa ibigize Ingoro ari byo ibi ngibi: ihema n'ibikoresho byaryo, ibifungo byaryo, imbaho zaryo, imitambiko yaryo, inkingi zaryo n'ibishyigikizo byaryo;

[34]umutwikiro w'impu z'amapfizi y'intama zirabyemo ikigina, umutwikiro w'impu z'ibihura, n'umubambiko ugabanya Ingoro mo kabiri;

[35]ubushyinguro bw'Isezerano hamwe n'imijishi yabwo, n'urwicurizo;

[36]ameza hamwe n'ibikoresho byayo n'imigati y'umumuriko;

[37]ikinyarumuri cya zahabu iyunguruye, amatara yo kugitondekanyaho, ibigendana na cyo byose, n'amavuta yo gucana;

[38]urutambiro rwa zahabu, amavuta yo gusiga, n'imibavu yo gutwika, umwenda ugenewe gukinga umuryango w'ihema;

[39]urutambiro rw'umuringa, uruzitiro rwarwo rw'umuringa, imijishi yarwo n'ibikoresho byarwo byose; igikarabiro hamwe n'urugata rwacyo;

[40]imibambiko y'urugo rukikije Ingoro, inkingi zarwo, ibishyigikizo byarwo; umwenda ugenewe irembo ry'urugo, injishi zawo, inkingi zawo, n'ibikoresho byose bigenewe imirimo y'Ingoro, ari yo hema ry'ibonaniro;

[41]imyambaro mitagatifu igenewe imihango yo mu Ngoro, imyambaro ya Aroni umuherezabitambo n'imyambaro y'abahungu be bazambara batunganya imirimo y'ubuherezabitambo.

[42]Abayisraheli bakoze iyo mirimo yose bakurikije ibyo Uhoraho yari yarategetse Musa.

[43]Musa areba ibyakozwe byose, maze asanga barabitunganyije; babikora uko Uhoraho yari yarabitegetse. Nuko Musa abasabira umugisha.

## Iyimukamisiri 40

### Umwiteguro wo gutagatifuza ihema ry'ibonaniro

[1]Uhoraho abwira Musa aya magambo, ati

[2]«Ku munsi wa mbere w'ukwezi kwa mbere, uzashinge ihema ry'ibonaniro ribe Ingoro y'Uhoraho.

[3]Uzarishyiremo ubushyinguro bw'Isezerano, maze ubwo bushyinguro ubukingeho umubambiko.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Uzazane ameza, maze uyashyireho ibiyagenewe; uzazane ikinyarumuri, maze ucane amatara yacyo.

5Urutambirourwa zahabu rugenewe imibavu uzarutereke imbere y'ubushyinguro bw'Isezerano, kandi uzabambike umwenda ku muryango w'Ingoro.

6Urutambiro rw'ibitambo bitwikwa uzarutereke imbere y'umuryango w'Ingoro, ari yo hema ry'ibonaniro.

7Igikarabiro uzagitereke hagati y'ihema ry'ibonaniro n'urutambiro, maze usukemo amazi.

8Uzatunganye urugo hirya no hino, maze uzabambike umwenda ku irembo ryarwo.

9Uzende amavuta yo gusiga, uyasige Ingoro n'ibiyirimo byose; uzayitagatifuze hamwe n'ibiyiteguwemo byose, maze ibe ntagatifu.

10Uzasige amavuta urutambiro rw'ibitambo bitwikwa, n'ibikoresho byarwo byose, maze urutambiro rube rutagatifu rwose.

11Uzasige amavuta igikarabiro hamwe n'urugata rwacyo, maze ugitagatifuze.

12Uzigize Aroni n'abahungu be imbere y'umuryango w'ihema ry'ibonaniro, maze uzabuhagize amazi;

13hanyuma wambike Aroni imyambaro mitagatifu, umusige amavuta, maze umutagatifuze, ambere umuherezabitambo.

14N'abahungu be, numara kubigiza imbere, uzabambike amakanzu,

15ubasige amavuta nk'uko uzaba wasize se amavuta, nuko bazambere abaherezabitambo. Bityo, amavuta basizwe azabahesha kuba abaherezabitambo iteka ryose, uko ibisekuru bigenda biha ibindi.»

### Musa ashinga ihema rigenewe kuba Ingoro y'Uhoraho

16Musa arumvira, akora ibyo Uhoraho yari yamutegetse byose.

17Ku munsi wa mbere w'ukwezi kwa mbere k'umwaka wa kabiri Ingoro irashingwa.

18Musa ashinga Ingoro; ashinga ibishyigikizo byayo, ashyiraho imbaho n'imitambiko, ashinga n'imiganda.

19Arambura ihema hejuru y'Ingoro, maze agerekaho umutwikiro w'ihema, nk'uko Uhoraho yari yarabitegetse Musa.

20Yenda amabuye y'Isezerano, maze ayashyira mu bushyinguro, asoheka imijishi mu bushyinguro, atereka n'urwicurizo hejuru y'ubushyinguro.

21Nuko ajyana ubushyinguro mu Ngoro; amanika umubambiko muri yo rwagati, ahisha ubushyinguro bw'Isezerano nk'uko Uhoraho yari yarabitegetse Musa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22 Atereka ameza mu ihema ry'ibonaniro, mu ruhande rw'amajyaruguru y'Ingoro, imbere y'umubambiko,

23 maze ayateguraho urutonde rw'imigati imbere y'Uhoraho, nk'uko Uhoraho nyine yari yarabitegetse Musa.

24 Ashyira ikinyarumuri mu ihema ry'ibonaniro, akibangikanya n'ameza, mu ruhande rw'amajyepfo y'Ingoro;

25 nuko agishyiraho amatara imbere y'Uhoraho, nk'uko Uhoraho nyine yari yarabitegetse Musa.

26 Ashinga urutambiro rwa zahabu mu ihema ry'ibonaniro, imbere y'umubambiko;

27 nuko atwikiraho imibavu, nk'uko Uhoraho yari yarabitegetse Musa.

28 Abambika umwenda ku muryango w'ihema.

29 Ashinga urutambiro rw'ibitambo bitwikwa ku muryango w'Ingoro, ari yo hema ry'ibonaniro, maze aruturiraho igitambo gitwikwa n'amakoro y'ubuhoro, nk'uko Uhorho nyine yari yarabitegetse Musa.

30 Ashyira igikarabiro hagati y'ihema ry'ibonaniro n'urutambiro, maze asukamo amazi yo kwisukura.

31 Musa, Aroni n'abahungu be bakarabiragamo, bakiyoza n'ibirenge.

32 Igihe cyose binjiraga mu ihema ry'ibonaniro, n'iyo begeraga urutambiro, bisukuzaga amazi, nk'uko Uhoraho yari yarabitegetse Musa.

33 Atunganya urugo ruzengurutse Ingoro n'urutambiro, kandi abambika umwenda ku irembo ry'urugo. Nuko Musa arangiza atyo imirimo yose.

### Imana iza gutura mu Ngoro yayo

34 Ubwo rero agacu kabudika ku ihema ry'ibonaniro, maze ikuzo ry'Uhoraho ryuzura mu Ngoro;

35 Musa ntiyashobora kwinjira mu ihema ry'ibonaniro, kubera ko agacu kari kayigumye hejuru, kandi n'ikuzo ry'Uhoraho ryagumye kuzura mu Ngoro.

36 Iyo agacu kavaga ku Ngoro, kakazamuka hejuru, Abayisraheli barahagurukaga, bagakomeza urugendo rwabo.

37 Naho iyo agacu kabaga katavuye ku Ngoro ngo kazamuke hejuru, ntibahagurukaga, kugeza umunsi kazazamukira.

38 Koko rero, agacu k'Uhoraho kagumaga hejuru y'Ingoro ku manywa, nijoro mu gacu hakakamo umuriro, ukabonwa n'inzu yose ya Israheli. Byagenze bityo igihe cyose, ku ndaro zose bagiye barara.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Abalevi

## Abalevi 1

### Amategeko agenga ibitambo bitwikwa

1Uhoraho ahamagara Musa maze amubwirira mu ihema ry'ibonaniroati

2«Dore ibyo uzamenyesha Abayisraheli: Muri mwe nihagira uzanira Uhoraho ituro, rizabe iry'amatungo maremare cyangwa iry'amagufi.

3Niba ashaka gutura igitambo gitwikwa cyo mu matungo maremare, azazane ikimasa kidafite inenge, maze agiturire ku muryango w'ihema ry'ibonaniro kugira ngo Uhoraho agishime;

4maze arambike ikiganzaku mutwe w'icyo gitambo, bityo gikunde kimubere igitambo cy'impongano.

5Iryo tungo azarisogotera imbere y'Uhoraho, nuko abaherezabitambo ari bo bene Aroni bamurike amaraso yaryo, maze bayamishe impande zose z'urutambiro ruri ku muryango w'ihema ry'ibonaniro.

6Icyo gitambo bazagikuraho uruhu, bakigabanyemo imirwi,

7maze bene Aroni umuherezabitambo bacane umuriro ku rutambiro bawugerekeho inkwi.

8Hanyuma ya mirwi, igihanga, hamwe n'ibinure biri ku mara, abaherezabitambo ari bo bene Aroni bazabigereke hejuru y'inkwi ziri ku rutambiro.

9Ibyo mu nda, amaguru hamwe n'amaboko bazabyogesha amazi, maze umuherezabitambo atwikire ibyo byose ku rutambiro. Icyo ni igitambo gitwikwa, igitambo cy'ibiribwa gikongotse burundu, kandi gifite impumuro yurura Uhoraho.

10Niba hari ushaka gutura igitambo gitwikwa cyo mu matungo magufiya yo mu bana b'intama cyangwa b'ihene, azazane isekurume idafite inenge.

11Azayicira imbere y'Uhoraho ahagana mu majyaruguru y'urutambiro, maze abaherezabitambo ari bo bene Aroni bamishe amaraso yayo mu mpande zose z'urwo rutambiro.

12Nyuma y'ibyo, bazayigabanyemo imirwi, maze igihanga hamwe n'ibinure, byose umuherezabitambo abigereke hejuru y'inkwi ziri ku rutambiro.

13Ibyo mu nda, amaguru n'amaboko bazabyogesha amazi, maze umuherezabitambo abitwikire byose ku rutambiro. Icyo ni igitambo gitwikwa, igitambo cy'ibiribwa gikongotse burundu, kandi gifite impumuro yurura Uhoraho.

14Niba ashaka gutura Uhoraho igitambo gitwikwa cy'inyoni, azazane intungura


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

cyangwa inuma.

15 Umuherezabitambo azabijyana ku rutambiro, abice umutwe, abitwikireho, maze amaraso yabyo arutembeho.

16 Hanyuma, bazakuremo agatorero uko kakabaye, bakajugunye iruhande rw'urutambiro, iburasirazuba aho barunda ivu.

17 Iyo nyoni bazayisaturira hagati y'amababa, ariko boye kuyatandukanya, maze umuherezabitambo ayitwikire ku rutambiro hejuru y'inkwi ziri ku muriro. Icyo ni igitambo gitwikwa, igitambo cy'ibiribwa gikongotse burundu, kandi gifite impumuro yurura Uhoraho.

## Abalevi 2

### Ikoro ry'ibihingwa

1 «Nihagira umuntu uzanira Uhoraho ikoro ry'ibihingwa, rizabe ari ifu azasukamo amavuta y'imizeti, kandi ayishyiremo ububani,

2 ayishyikirize abaherezabitambo ari bo bene Aroni. Kuri iyo fu ivanze n'amavuta, umuherezabitambo azayoreho incuro y'urushyi by'umuhango, abitwikire ku rutambiro. Iryo ni ituro ry'ibiribwa rikongotse burundu, kandi rifite impumuro yurura Uhoraho.

3 Ibisagutse kuri iryo turo, bizabe ibya Aroni n'abahungu be. Ni umugabane mutagatifu rwose, kuko ari ibyasagutse ku maturo y'ibiribwa byakongokeye Uhoraho burundu.

4 Nuzana ikoro ry'umutsima watetswe mu ifuru, rizabe rigizwe n'utugati tw'ifu tudasembuye kandi twafunyangiwe mu mavuta, cyangwa ribe rigizwe n'udutsima tudasembuye dusize amavuta.

5 Nuzana ituro ry'ikintu cyatetswe ku ipanu, kizave mu ifu ivanze n'amavuta, kandi nta musemburo urimo.

6 Mbere yo kubitura, uzabe wabanje kubigabanyamo ibice no kubisukaho amavuta. Iryo ni ikoro.

7 Nuzana ituro ryakaranzwe ku ipanu, rizave mu ifu yavuganywe n'amavuta.

8 Uzazana iryo turo ryateguriwe Uhoraho rityo, urishyikirize umuherezabitambo, maze na we arijyane ku rutambiro.

9 Umuherezabitambo azagabanya kuri iryo turo iby'umuhango, maze abitwikire ku rutambiro. Icyo ni igitambo cy'ibiribwa bikongotse burundu, kandi bifite impumuro yurura Uhoraho.

10 Ibisagutse kuri iryo turo, bizabe ibya Aroni n'abahungu be. Ni umugabane mutagatifu rwose: kuko ari ibyasagutse ku maturo y'ibiribwa byakongokeye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Uhoraho burundu.

11Ikoro ryose muzatura Uhoraho ntirizabe ari umutsima wavuganywe n'umusemburo. Koko rero, muramenye ntimuzagire umusemburo cyangwa ubuki mutwika mushaka ko biba ituro ry'ibiribwa bikongokeye Uhoraho.

12Cyakora, muzajya mubituraho ituro ry'umuganura, ariko ntimuzabijyane ku rutambiro mwibwira ko bifite impumuro yurura Uhoraho.

13Ituro ryose uzazana, uzariminjireho umunyu. Ntuzibagirwe na rimwe gushyira ku ituro ryawe, umunyu w'Isezerano ry'Imana yawe. Buri turo ryawe ryose, uzajye uritura ririmo umunyu.

14Nuzanira Uhoraho ituro ry'umuganura, rizabe ari iry'amahundo yokeje. Cyangwa ifu y'igiheri cy'imbuto nshyashya, ni yo uzazana, ibe ituro ry'umuganura.

15Iryo turo uzarisukemo amavuta, unarishyireho ububani. Iryo ni ikoro.

16Hanyuma, kuri iyo fu y'igiheri no kuri ayo mavuta, umuherezabitambo azagabanyeho iby'umuhango, maze abitwikane na bwa bubani bwose. Iryo ni ituro, igitambo cy'ibiribwa gikongokeye Uhoraho burundu.

## Abalevi 3

### Igitambo cy'ubuhoro

1Umuntu natura igitambo cy'ubuhoro agikuye mu matungo maremare, cyaba ikimasa cyangwa inyana, ajye amurikira Uhoraho itungo ridafite inenge.

2Arambike ikiganza ku mutwe w'icyo gitambo, akicire ku muryango w'ihema ry'ibonaniro, nuko abaherezabitambo ari bo bene Aroni bamishe amaraso yacyo impande zose z'urutambiro.

3Ibizava kuri icyo gitambo cy'ubuhoro babiture Uhoraho bibe igitambo cy'ibiribwa gikongotse burundu, n'ibinure biri ku mara, ibinure byose bitwikiriye amara

4n'impyiko zombi hamwe n'ikinure kizifasheho n'igifashe ku byaziha, urugimbu rwo ku mwijima na rwo bazarwomoreho rusange impyiko.

5Hanyuma, ibyo byose bene Aroni bazabitwikire ku rutambiro, babigeretse ku gitambo gitwikwa kiri hejuru y'inkwi bashyize ku muriro. Icyo ni igitambo cy'ibiribwa gikongotse burundu, kandi gifite impumuro yurura Uhoraho.

6Umuntu natura igitambo cy'ubuhoro agikuye mu matungo magufi, azamurike itungo ridafite inenge, ryaba isekurume cyangwa inyagazi.

7Niba ari umwana w'intama ashaka gutangaho ituro, azawuzanire Uhoraho,

8awurambikeho ikiganza ku mutwe, maze awicire imbere y'ihema ry'ibonaniro. Nuko bene Aroni bazamishe amaraso yawo mu mpande zose z'urutambiro.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Kuri icyo gitambo cy'ubuhoro, ibizaba ituro ry'ibiribwa rikongokeye Uhoraho burundu, ni inyama zose ziriho ibinure. Ni ukuvuga umurizo wose bazacira mu nguge, n'ibinure byoroshe amara, ikinure cyose gitwikiriye amara

10hamwe n'impyiko zombi n'urugimbu rwazo rufatanye n'ibyaziha. Urugimbu rwo ku mwijima na rwo barwomoreho rusange impyiko.

11Hanyuma, ibyo byose umuherezabitambo azabitwikire ku rutambiro, bibe igitambo cy'ibiribwa bikongokeye Uhoraho burundu.

12Niba ari ihene ashaka gutura, azayizane imbere y'Uhoraho,

13ayirambikeho ikiganza ku mutwe, maze ayicire ku muryango w'ihema ry'ibonaniro. Nuko rero, bene Aroni bamishe amaraso yayo impande zose z'urutambiro.

14Ibizaba ituro ry'ibiribwa bikongokeye Uhoraho burundu ni ikinure kiri ku mara, ikinure cyose gitwikiriye amara,

15n'impyiko zombi hamwe n'urugimbu ruzifasheho n'urufashe ku byaziha. Urugimbu rwo ku mwijima barwomoreho rusange impyiko.

16Izo nyama zose, umuherezabitambo azazitwikire ku rutambiro. Ni igitambo cy'ibiribwa bikongotse burundu, kandi gifite impumuro yurura. Ibinure byose bizajya biba umugabane w'Uhoraho.

17Iryo ni itegeko ridakuka kuri mwebwe, kuva mu gisekuru kugera mu kindi, aho muzaba mutuye hose. Icyitwa ikinure cyose, hamwe n'icyitwa amaraso cyose, ntimuzabirye.»

## Abalevi 4

### Impongano y'icyaha cy'umuherezabitambo mukuru

1Uhoraho abwira Musa, ati «Bwira Abayisraheli uti

2'Nihagira umuntu ukora icyaha kubera uburangare, agaca kuri rimwe mu mategeko y'Uhoraho, maze agakora ibyabujijwe, dore uko muzagenza.

3Niba uguye mu cyaha ari umuherezabitambo wasizwe amavuta, kubera iyo mpamvu agatuma umuryango wose ucumura, azatura Uhoraho ikimasa cy'igisore kidafite inenge; kibe igitambo cy'impongano y'icyaha.

4Icyo kimasa cy'igisore azakijyana ku muryango w'ihema ry'ibonaniro, akirambikeho ikiganza ku mutwe, maze agisogotere imbere y'Uhoraho.

5Umuherezabitambo wasizwe amavuta azafata ku maraso y'icyo kimasa cy'igisore, ayajyane mu ihema ry'ibonaniro.

6Umuherezabitambo azakoza urutoki rwe muri ya maraso, maze imbere y'Uhoraho


© 2012, Bible Society of Rwanda.

ayamishe incuro ndwi ku ruhande rugaragara rw'umubambiko w'ahantu hatagatifu.

7Hanyuma, umuherezabitambo afate kuri ayo maraso, ayasige ku mahembe y'urutambiro rw'imibavu imbere y'Uhoraho, mu ihema ry'ibonaniro, andi maraso asigaye yose y'ikimasa ayasese hasi y'urutambiro rw'ibitambo bitwikwa ruri ku muryango w'ihema ry'ibonaniro.

8Kuri icyo kimasa cyatuweho igitambo cy'impongano y'icyaha, azakureho inyama zose zifite ibinure: Ni ukuvuga ibinure byose biri ku mara, ibinure byose byoroshe amara,

9n'impyiko zombi hamwe n'ikinure kizifasheho n'igifashe ku byaziha. Urugimbu rwo ku mwijima na rwo bazarwomoreho rusange impyiko.

10Mbese izo nyama zose bazazikureho nk'uko babigenza ku kimasa gituweho igitambo cy'ubuhoro. Hanyuma, umuherezabitambo azatwikire ibyo byose ku rutambiro rw'ibitambo bitwikwa.

11Uruhu rw'icyo kimasa, inyama zacyo zose, zirimo igihanga, amaguru n'amaboko, ibyo mu nda n'amayezi,

12mbese ibyasigaye kuri icyo kimasa byose, azabijyane ku muriro w'inkwi. Aho ngaho nyine barunda ivu ni ho bizatwikirwa.

**Impongano y'icyaha cy'imbaga yose**

13Niba ari imbaga yose y'Abayisraheli yacumuye itabizi ariko icyo cyaha ntikimenyekane, nibaca kuri rimwe mu mategeko y'Uhoraho, bityo bikababarwaho,

14icyo cyaha nikimenyekana, ikoraniro rizatura ikimasa cy'umusore cy'impongano y'icyaha; icyo kimasa bazakijyane imbere y'ihema ry'ibonaniro,

15maze abakuru b'ikoraniro bakirambikeho ikiganza ku mutwe, bacyicire imbere y'Uhoraho.

16Umuherezabitambo wasizwe amavuta azajyane igice kimwe cy'amaraso ya cya kimasa ku ihema ry'ibonaniro.

17Uwo muherezabitambo azakoze urutoki mu maraso yageruye maze imbere y'Uhoraho ayamishe incuro ndwi ku ruhande rugaragara rw'umubambiko.

18Hanyuma azafate kuri ayo maraso, ayasige ku mahembe y'urutambiro ruri imbere y'Uhoraho mu ihema ry'ibonaniro, andi asigaye yose, ayasese mu nsi y'urutambiro rw'ibitambo bitwikwa ruri ku muryango w'ihema ry'ibonaniro.

19Inyama zose ziriho ibinure azazikebe, maze azitwikire ku rutambiro.

20Icyo kimasa azakigirira nk'uko yagenjereje cya kimasa kindi cyatuweho impongano y'icyaha. Umuherezabitambo namara gukorera ku ikoraniro umuhango wo gukiza icyaha, icyo gihe rizaba ribabariwe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

21Icyo kimasa arategeke kukijyana kure y'ingando, maze agitwikireyo nk'uko yatwitse cya kindi cya mbere. Ngicyo igitambo cy'impongano y'icyaha cy'ikoraniro.

### Impongano y'icyaha cy'umutware

22Niba ari umutware w'umuryango wacumuye kubera uburangare agaca kuri rimwe mu mategeko y'Uhoraho Imana ye, bityo akagwa mu cyaha,

23maze bakamumenyesha icyaha yakoze, azazane isekurume y'ihene, idafite inenge, ayiture;

24ayirambikeho ikiganza ku mutwe, maze ayicire imbere y'Uhoraho, aho bicira ibitambo bitwikwa. Icyo ni igitambo cy'impongano y'icyaha.

25Nuko, umuherezabitambo azakoze urutoki mu maraso y'icyo gitambo cy'impongano y'icyaha, ayasige ku mahembe y'urutambiro rw'ibitambo bitwikwa, hanyuma andi asigaye yose ayasese mu nsi y'urutambiro rw'ibitambo bitwikwa.

26Inyama zose ziriho ibinure azazitwikire ku rutambiro nk'uko yagenjeje za zindi z'igitambo cy'ubuhoro. Umuherezabitambo namara gukorera ku mutware umuhango wo kumuhanaguraho icyaha yakoze, ubwo ni ho azaba akibabariwe.

### Impongano y'icyaha cy'umwe muri rubanda

27Niba ari umuntu wo muri rubanda rusanzwe wacumuye kubera uburangare, agaca kuri kimwe mu byabujijwe n'amategeko y'Uhoraho, bityo akandikwaho icyaha

28maze bakamumenyesha icyaha cye, azazana ihene y'inyagazi idafite inenge, ayitureho igitambo cy'impongano y'icyaha yakoze.

29Azarambike ikiganza ku mutwe w'icyo gitambo cy'impongano y'icyaha, maze akicire aho baturira ibitambo bitwikwa.

30Umuherezabitambo azakoze urutoki rwe mu maraso yacyo, ayasige ku mahembe y'urutambiro rw'ibitambo bitwikwa, hanyuma andi asigaye ayasese mu nsi y'urutambiro.

31Inyama zose zifite ibinure azazikebeho, nk'uko asanzwe abigenza ku gitambo cy'ubuhoro, maze azitwikire ku rutambiro, zibe igitambo gifite impumuro yurura Uhoraho. Umuherezabitambo namara gukorera ku wakoze icyaha umuhango wo kukimuhanaguraho, ubwo azaba akibabariwe.

32Niba ari umwana w'intama ashaka guturaho igitambo cy'impongano y'icyaha, azazane uw'inyagazi udafite inenge.

33Azarambike ikiganza ku mutwe w'icyo gitambo cy'impongano y'icyaha, maze uwo mwana w'intama awusogotere aho basanzwe baturira igitambo gitwikwa, awutureho igitambo cy'impongano.

34Umuherezabitambo azakoze urutoki rwe mu maraso y'icyo gitambo, ayasige ku

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mahembe y'urutambiro rw'ibitambo bitwikwa, hanyuma andi yose asigaye ayasese
mu nsi y'urutambiro.

35Inyama zose zifite ibinure azazikureho, nk'uko bagenza umwana w'intama
utuweho igitambo cy'ubuhoro, maze umuherezabitambo azitwikire ku rutambiro,
ziyongere ku gitambo cy'ibiribwa bikongokeye Uhoraho burundu.
Umuherezabitambo namara gukorera ku wakoze icyaha umuhango wo
kukimuhanaguraho, ubwo azaba akibabariwe.

## Abalevi 5

### Ingero z'ibyaha bitangirwa impongano

1Iyo barahije umuntu ngo avuge ukuri ariko we akicecekera, kandi ikibi cyakozwe
yarakiboneye ubwe cyangwa se yarakibwiwe, maze ntatangaze icyo yamenye, ubwo
aba yigeretseho umutwaro w'icyaha cye.

2Nanone kandi, nihagira ukora ku kintu gihumanya atabizi, — nk'intumbi
y'inyamaswa yo mu ishyamba, intumbi y'itungo ry'imuhira rihumanya, cyangwa se
iy'agasimba gahumanya, ubwo na we azaba ahumanye kandi ahindutse
umunyacyaha.

3Nanone kandi umuntu nakora ku kintu cyandujwe n'undi muntu atabizi — ku kintu
cyose gihumanya — maze akaza kubimenya, azaba ahindutse umunyacyaha.

4Nanone kandi umuntu navugana ubuhubutsi; agashinga indahiro atitondeye, mu
bintu byamugirira nabi cyangwa byamukiza — mbese mu bintu byose umuntu
ashobora kugiramo indahiro ahubukiye — icyo gihe, nabimenya, azaba ahindutse
umunyacyaha.

5Nihagira rero ukora icyaha abitewe n'uko yagwiriwe na kimwe muri ibyo bintu,
agomba kwirega igicumuro cye,

6hanyuma akazanira Uhoraho igitambo cy'impongano, kubera ko yacumuye: icyo
gitambo cy'impongano y'icyaha kizabe ari itungo rigufi ry'inyagazi; umwana
w'intama cyangwa ihene, maze umuherezabitambo azamukorereho umuhango wo
kumuhanaguraho icyaha cye.

### Igitambo cy'abakene

7Niba umuntu afite amikoro make, akaba adashobora kubona rimwe mu matungo
magufi, nashaka gutura igitambo cy'impongano y'icyaha, azazanire Uhoraho
intungura ebyiri cyangwa inuma ebyiri, imwe izaturweho igitambo cy'impongano
y'icyaha, indi ibe iy'igitambo gitwikwa.

8Azazizanira umuherezabitambo abanze gutura iy'igitambo cy'impongano y'icyaha:
icyo azaba atuye azakivuna ijosi, ariko yirinde kugica umutwe.

9Nyuma, amaraso make y'icyo gitambo, azayamishe ku rukuta rumwe


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

rw'urutambiro, naho andi asigaye ayasese mu nsi yarwo. Icyo ni igitambo cy'impongano y'icyaha.

10Naho intungura ya kabiri, azayitureho igitambo gitwikwa akurikije imihango yabyo. Umuherezabitambo namara gukorera kuri uwo mukene umuhango wo kumuhanaguraho icyaha yakoze, ubwo azaba akibabariwe.

11Niba umuntu adashoboye kubona intungura ebyiri cyangwa inuma ebyiri, kugira ngo abitureho igitambo cy'impongano y'icyaha yakoze, ashobora nibura kuzana akebo k'ifu, kakaba igitambo cy'impongano y'icyaha. Iyo fu ntazayisukeho amavuta cyangwa ngo ayimeneho umubavu, kuko izaba ari iyo guturwaho igitambo cy'impongano y'icyaha.

12Azayishyikirize umuherezabitambo; umuherezabitambo ayoreho iyuzuye urushyi y'umuhango, maze ayitwikire ku rutambiro, yiyongere ku gitambo cy'ibiribwa bikongokeye Uhoraho burundu. Icyo ni gitambo cy'impongano y'icyaha.

13Iyo umuntu yakoze icyaha kimwe muri biriya, maze umuherezabitambo akamukoreraho umuhango wo kumuhanaguraho igicumuro cye, ubwo aba akibabariwe. Umuherezabitambo azarangiza rero imihango yose nk'uko abigenza ku yandi maturo.»

### Amategeko agenga igitambo cy'indishyi y'akababaro

14Uhoraho abwira Musa, ati

15«Umuntu nakora ishyano biturutse ku burangare akabigira yima Uhoraho ibyamugenewe, indishyi y'akababaro azazanira Uhoraho igomba kuba ari imfizi y'intama idafite inenge, itoranyiiwe mu matungo magufi, kandi ifite agaciro k'umubare uringaniye w'amasikeli y'ifeza, apimiye kuri sikeli y'Ingoro, maze ayitureho igitambo cy'indishyi y'akababaro.

16Ibyo azaba yaragomwe ingoro, azabyishyure, yongereho kimwe cya gatanu cyabyo, maze abishyikirize umuherezabitambo. Umuherezabitambo namara gukorera kuri uwo muntu umuhango wo kumuhanaguraho icyaha cye, yifashishije ya mfizi y'intama atuyeho igitambo cyo kwigorora, ubwo azabe ababariwe igicumuro cye.

17Niba umuntu yakoze icyaha atabizi, agaca kuri kimwe mu byabujijwe n'amategeko y'Uhoraho, bityo agacumura, akigerekaho umutwaro w'icyaha cye,

18azazanire umuherezabitambo imfizi y'intama idafite inenge itoranyijwe mu matungo magufi, bikurikije igiciro cyagenwe ku bitambo by'indishyi y'akababaro. Umuherezabitambo namara gukorera kuri uwo muntu umuhango wo kumuhanaguraho icyaha yakoze biturutse ku burangare cyangwa ubujiji, ubwo azaba akibabariwe.

19Icyo ni igitambo cy'indishyi y'akababaro, kuko mu by'ukuri uwo muntu yari yacumuriye Uhoraho.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

20Uhoraho abwira Musa, ati

21«Nihagira umuntu ucumura agahemukira Uhoraho, akabigira ariganya mugenzi we kugira ngo amuhuguze ibyo yamubikiye, ibyo yamugujije, ibyo yamwibye, cyangwa se akabigira arya mugenzi we imitsi,

22cyangwa se abeshya kugira ngo yitwarire ikintu cyatakaye akagitoragura, maze akagerekaho kurahira ibinyoma avuga ko atakoze kimwe muri ibyo byaha,

23uwacumuye atyo akisiga icyaha, agomba gusubiza ibyo yibye, cyangwa ibyo yambuye mugenzi we ku ngufu, cyangwa ibyo yabikijwe cyangwa ibyatakaye yatoraguye,

24cyangwa ikintu cyose cyatumye agira indahiro y'ibinyoma. Azabisubize byose nyirabyo, igihe azaba atura igitambo cy'impongano. Ndetse agerekeho kimwe cya gatanu cy'igiciro cyabyo.

25Naho ku byerekeye igitambo cy'indishyi y'akababaro igenewe Uhoraho, azazanire umuherezabitambo imfizi y'intama idafite inenge, itoranyijwe mu matungo magufi, kandi ifite igiciro cyagenwe ku bitambo by'indishyi y'akababaro.

26Umuherezabitambo namara gukorera kuri uwo muntu umuhango wo kumuhanaguraho igicumuro cye, imbere y'Uhoraho ubwo azaba akibabariwe n'aho yaba yarakoze ikimeze gite.»

## Abalevi 6

### AMABWIRIZA AGENEWE ABAHEREZABITAMBO

#### Igitambo gitwikwa

1Uhoraho abwira Musa, ati

2«Uhe Aroni n'abahungu be aya mabwiriza: Dore imihango yerekeye igitambo gitwikwa: igitambo gitwikwa kizagume ijoro ryose ku nkekwe icanye ku rutambiro burinde bucya, kandi uwo muriro urare waka.

3Umuherezabitambo rero azambare ikanzu ye ya hariri n'amakabutura ya hariri, maze ayore ivu rituruka ku gitambo cyakongokeye ku rutambiro, arirunde iruhande rw'urutambiro.

4Hanyuma yiyambure iyo myenda, yambare iyindi; maze rya vu arijyane hirya y'ingando, ahantu hatanduye.

5Naho wa muriro wo ku rutambiro, uzahore ucanye ubutazima. Buri gitondo, umuherezabitambo azajye awukoranyirizaho inkwi, arambikeho igitambo gitwikwa, atareho inyama ziriho ibinure z'ibitambo by'ubuhoro.

6Ku rutambiro, hagomba guhora haka umuriro ubutazima.

#### Amaturo y'ibiribwa

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7Dore rero imihango yerekeye ituro ry'ibiribwa: Bene Aroni ni bo bazarihereza Uhoraho, bari ahateganye n'urutambiro.

8Ku ifu y'ituro, ku mavuta hamwe n'ububani buri kuri iryo turo, bazayoreho ibyuzuye urushyi, maze babitwikire ku rutambiro, bibe igitambo cy'urwibutso kandi gifite impumuro yurura Uhoraho.

9Ibizasigara, Aroni n'abahungu be bazabirye; ibyo biribwa bidasembuye bizarirwa ahantu hasukuye mu rugo rw'ihema ry'ibonaniro.

10Kirazira kubikoramo umutsima usembuye. Uwo ni wo mugabane mbahaye ku maturo nturwa, agakongorwa n'umuriro. Ni ikintu gitagatifu rwose, kimwe n'ibindi bisaguka ku gitambo cy'impongano cyangwa ku gitambo cy'indishyi y'akababaro.

11Umuntu wese wo muri bene Aroni ashobora kukiryaho. Kuva mu gisekuruza kugera mu kindi, ngiryo iposho mugenewe buri gihe, rikava ku biribwa biturwa Uhoraho bigakongorwa n'umuriro. Ikizabikoraho cyose kizaba kibaye ikintu gitagatifu.»

12Uhoraho abwira Musa, ati

13«Dore ituro Aroni kimwe n'abahungu be azazanira Uhoraho ku munsi azasigwaho amavuta: icya cumi cya efa y'ifu ni cyo kizaba ituro rihoraho, igice kimwe giturwe mu gitondo, ikindi nimugoroba.

14Iryo turo rizategurirwe ku ipanu, rikarangwe mu mavuta, maze ubizane bivanze neza; ibisate by'iryo turo ry'umutsima uzabihereze Uhoraho bibe igitambo gifite impumuro imwurura.

15Umuherezabitambo wo mu bana ba Aroni uzasigwa amavuta ngo azamuzungure, na we azajye abigenza atyo. Iryo rizababere ituro rihoraho, kandi rizajye ritwikwa ryose, nta cyo mugabanyijeho.

16Ituro ry'umuherezabitambo riherezwa ryose, nta muntu uriyeho na gato.»

### Igitambo cy'impongano y'icyaha

17Uhoraho abwira Musa, ati

18«Dore ibyo uzabwira Aroni n'abahungu be ku byerekeye imihango y'impongano y'icyaha: igitambo cy'impongano y'icyaha kizasogoterwe aho basanzwe bicira ibitambo bitwikwa, imbere y'Uhoraho kuko ari ikintu gitagatifu.

19Umuherezabitambo ni we uyobora imihango y'icyo gitambo, ni na we kandi ushobora kukirya, akakirira mu rugo rw'ihema ry'ibonaniro, ahantu hasukuye.

20Umuntu wese uzakora ku nyama z'icyo gitambo, azaba asukuwe; nihagira kandi amaraso yacyo ameneka ku mwambaro, muzawumesere ahantu hasukuye.

21Inkono cyatetswemo niba iy'ibumba muzayimene, niba iy'umuringa muzayoze,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

muyunyugurishe amazi.

22Umuntu wo mu baherezabitambo wese ashobora kurya kuri icyo gitambo: ni ikintu gitagatifu rwose.

23Naho igitambo cyose bazafataho amaraso bakayazana mu ihema ry'ibonaniro kugira ngo bayakoreshe umuhango wo guhanagurira ibyaha ahantu hatagatifu, inyama zacyo ntizizajya ziribwa, zigomba gutwikwa.

## Abalevi 7

### Igitambo cy'indishyi y'akababaro

1Dore imihango igenga igitambo cy'indishyi y'akababaro. Ni ikintu gitagatifu rwose.

2Igitambo cyo kwigorora bazakicira aho basanzwe bicira ibitambo bitwikwa, maze umuherezabitambo aminjagire amaraso yacyo impande zose z'urutambiro.

3Inyama zose ziriho ibinure azitangeho ituro; ari umurizo, ari ibinure biri ku mara,

4ari impyiko zombi hamwe n'urukiryi. Umwijima wo, azawukuranaho na za mpyiko.

5Izo nyama zose, umuherezabitambo azazitwikira ku rutambiro, zibe ibiribwa bikongokeye Uhoraho. Icyo ni cyo gitambo cy'indishyi y'akababaro.

6Uwo mu baherezabitambo wese ashobora kukiryaho, kandi akakirira ahantu hasukuye kuko ari ikintu gitagatifu rwose.

7Uko mubigenza ku gitambo cy'impongano y'icyaha, ni na ko muzabigenza ku cy'indishyi y'akababaro: umuhango uzaba umwe kuri byombi. Inyama z'icyo gitambo kandi zihabwa umuherezabitambo wakoze uwo muhango wo guhanagura icyaha.

### Umugabane w'abaherezabitambo

8Iyo umuherezabitambo aturiye umuntu igitambo gitwikwa, atwara uruhu rw'icyo gitambo nyine.

9Ituro ryokerejwe ku ziko, hamwe n'iritetse mu nkono cyangwa irikaranze ku ipanu, bizaba iby'umuherezabitambo uzabitura; ni ibye.

10Kandi amaturo yose, ari avanze n'amavuta cyangwa ari ayumutse, azaba aya bene Aroni, bayagabane banganye.

### Igitambo cy'ubuhoro

11Dore kandi imihango igenga igitambo cy'ubuhoro giturwa Uhoraho.

12Nikiba ikijyanirana no gushimira Uhoraho, kizaherekezwe n'utugati tudasembuye kandi dusize amavuta hamwe n'imitsima idasembuye, na yo ivugishijwe amavuta.

13Azongereho kandi n'utugati tw'ifu tuvitse mu mavuta. Imigati idasembuye, azayitura Uhoraho, iherekeze igitambo cy'ubuhoro cyo gushimira.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[14]Bazafata akagati ka buri bwoko, bagature Uhoraho, maze bagahe umuherezabitambo uzaba yaminjagiye amaraso y'igitambo cy'ubuhoro.

[15]Naho inyama za cya gitambo cy'ubuhoro cyo gushimira, ziribwa ku munsi zaturiweho, nta n'imwe irajwe ngo izaribwe bukeye.

[16]Hari ubwo igitambo gishobora guturwa ari icyo guhigura umuhigo, cyangwa kigaturwa kubera ubushake bw'umuntu. Inyama zacyo rero zigomba kuribwa kuri uwo munsi cyatuweho. Cyakora, bukeye bwaho, bashobora kurya izaraye.

[17]Ariko ku munsi wa gatatu izizaba zasagutse zose, bazazitwika.

[18]Nihagira umuntu urenga kuri ibyo, maze ku munsi wa gatatu akarya ku nyama z'igitambo cye cy'ubuhoro, icyo gihe, nta bwo icyo gitambo cyakwakiranwa ishimwe kandi n'uwagituye na we ntiyagishimirwa. Inyama zacyo ziba zanduye; uwaziryaho wese yaba yihamije icyaha.

[19]Ubundi kandi, inyama yose izaba yakoze ku kintu cyahumanijwe ntimuzayirye, ahubwo muzayitwike. Umuntu wese usukuye ashobora kurya ku nyama z'icyo gitambo.

[20]Naho rero, umuntu wese uzaba yifitemo ubwandure, maze akarenga akarya kuri izo nyama z'igitambo cy'ubuhoro gituwe Uhoraho, uwo nyine azacibwa mu muryango we ».

[21]Nanone kandi, uzaziryaho yakoze ku muntu wahumanijwe, ku nyamaswa yahumanijwe, na we azacibwe mu muryango we.»

### Amabwiriza rubanda bagomba gukurikiza

[22]Uhoraho abwira Musa, ati

[23]«Dore ibyo uzamenyesha Abayisraheli: Ibinure ibyo ari byo byose, ari iby'ikimasa, ari iby'intama cyangwa iby'ihene ntimuzabirye.

[24]Ibinure by'itungo ryapfuye cyangwa iby'iryatanyaguwe n'inyamaswa, mushobora kubikoresha imirimo ibonetse yose, ariko ntimuzabiryeho.

[25]Koko rero, umuntu wese uzarya ibinure by'itungo ryakongokeye Uhoraho, uwo nguwo azacibwe muri bene wabo.

[26]Aho muzaba mutuye hose, muzirinde kunywa amaraso, ari ay'inyoni, ari n'ay'inyamaswa.

[27]Umuntu uzabicaho akanywa amaraso ayo ari yo yose azacibwe muri bene wabo.»

[28]Uhoraho abwira Musa, ati

[29]«Dore ibyo uzamenyesha Abayisraheli: Uzazanira Uhoraho igitambo, azamuture umugabane wamugenewe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[30]Uwo muntu ubwe, ni we uzazana ibiribwa bikongokera Uhoraho; ni ukuvuga inyama zose z'ibinure. Azazizane hamwe n'inkoro maze abimurikire Uhoraho.

[31]Izo nyama zose z'ibinure rero, umuherezabitambo azazitwikire ku rutambiro, naho inkoro ibe iya Aroni n'abahungu be.

[32]Byongeye kandi, umuherezabitambo muzamuhe itako ry'iburyo, ribe umugabane we ku bitambo byanyu by'ubuhoro.

[33]Iryo tako ry'iburyo rizabe umugabane w'uwo muri bene Aroni uzaba yakoze umuhango wo kumurika amaraso n'ibinure by'igitambo cy'ubuhoro.

[34]Koko rero, inkoro iherezwa Uhoraho, hamwe n'itako rikurwa ku bitambo by'ubuhoro nabyatse Abayisraheli maze mbigenera umuherezabitambo Aroni n'abahungu be. Rizaba umugabane wabo igihe cyose.

[35]Urwo ni rwo ruhare rwa Aroni n'abahungu be ku bitambo by'ibiribwa bikongokeye Uhoraho. Ni wo mugabane wabo kuva umunsi bazaba bagizwe abaherezabitambo, bakiyegurira imirimo y'Uhoraho.

[36]Ni ko Uhoraho yategetse Abayisraheli: uwo mugabane uzaharirwa bene Aroni guhera umunsi azaba yabasutseho amavuta y'isigwa. Kuva ku gisekuruza kugera ku kindi, iryo rizababera itegeko ridakuka.»

[37]Ngiryo rero itegeko rigenga umuhango w'ibitambo by'impongano y'icyaha, iby'indishyi y'akababaro hamwe n'iby'ubuhoro. Ni na ryo kandi rigenga umuhango wo gushyiraho umuherezabitambo mushyashya.

[38]Iryo tegeko Uhoraho yarihereye Musa ku musozi wa Sinayi. Kuri uwo munsi nyine, mu butayu bwa Sinayi, ni na ho Uhoraho yategekeye Abayisraheli kumuzanira amaturo yabo.

## Abalevi 8

### ISHYIRWAHO RY'ABAHEREZABITAMBO BAMBERE

#### Aroni n'abahungu be begurirwa Uhoraho

[1]Uhoraho abwira Musa, ati

[2]«Hamagara Aroni n'abahungu be, kandi wiyegereze imyenda y'umuherezabitambo, amavuta yo gusiga, ikimasa cyo guturwaho igitambo cy'impongano y'icyaha, amasekurume y'intama abiri, hamwe n'igitebo cyuzuye imigati idasembuye.

[3]Nyuma y'ibyo ukoranyirize imbaga yose y'Abayisraheli imbere y'umuryango w'ihema ry'ibonaniro.»

[4]Musa agenza uko Uhoraho yari yamutegetse, maze imbaga yose ikoranira imbere y'umuryango w'ihema ry'ibonaniro.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Nuko Musa abwira ikoraniro, ati «Dore ibyo Uhoraho yategetse gukora.»

6Musa yigiza hino Aroni n'abahungu be, maze abuhagiza amazi.

7Nyuma y'ibyo, yambika Aroni ikanzu anamusesuraho umusanganyagihimba, maze amukenyeza n'umukandara wawo kugira ngo awumukomezeho.

8Musa, amaze kwambika Aroni umusesuragituza, yawushyizemo amabuye y'ubufindo.

9Nk'uko Uhoraho yari yabimutegetse, Musa yambitse Aroni igitambaro cyo mu mutwe, maze no mu ruhanga rwe amutamiriza ikamba rya zahabu ari cyo kimenyetso cy'uko yeguriwe Imana.

10Musa yafashe amavuta yo gusiga, ayamisha ku Ngoro, maze yo n'ibyari biyirimo byose arabitagatifuza.

11Amaze kumisha ayo mavuta incuro ndwi ku rutambiro, arayarusiga, rwo n'ibikoresho byarwo, igikarabiro hamwe n'igishyigikizo cyacyo. Ubwo kwari ukugira ngo abitagatifuze.

12Andi mavuta ayasiga ku mutwe wa Aroni, amusigira kumutagatifuza.

13Musa yigiza hino bene Aroni, abambika amakanzu, abakenyeza imikandara, maze abategesha n'ingofero z'abaherezabitambo nk'uko Uhoraho yari yabimutegetse.

14Musa yiyegereza cya kimasa cy'igitambo cy'impongano y'icyaha, maze Aroni n'abahungu be bamaze kukiramburiraho ibiganza ku mutwe,

15Musa aragisogota. Amaraso yacyo arayareza maze ayasigisha urutoki rwe ku mahembe y'urutambiro, hirya no hino, ararusukura. Andi maraso yayasheshe mu nsi y'urutambiro, arukoreraho umuhango wo kuruhumanura.

16Hanyuma Musa yafashe ibinure byose biri ku mara, ibyo ku mwijima, hamwe n'impyiko zombi n'ibinure byazo, maze abikongereza hejuru y'urutambiro.

17Naho ikimasa, uruhu rwacyo, inyama zacyo n'amayezi yacyo, abitwikira kure y'ingando nk'uko Uhoraho yari yabimutegetse.

18Musa yiyegereje na ya sekurume y'intama y'igitambo gitwikwa, maze Aroni n'abahungu be bamaze kuyiramburiraho ibiganza ku mutwe, arayisogota.

19Nuko amaraso yayo ayamisha impande zose z'urutambiro.

20Ya sekurume y'intama, Musa ayitera imirwi, maze ari igihanga, ari ibinure, ari n'iyo mirwi nyine, byose arabitwika.

21Amara n'amaguru abyogesha amazi, maze ya sekurume y'intama yose ayikongereza ku rutambiro. Nk'uko Uhoraho yari yabitegetse Musa, icyo ni cyo cyabaye igitambo gitwikwa kandi gifite impumuro yurura; igitambo cy'ibiribwa

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bikongokeye Uhoraho burundu.

22Musa yongeye kwiyegereza isekurume y'intama ya kabiri yari igenewe umuhango wo gushyiraho umuherezabitambo mushyashya. Aroni n'abahungu be bamaze kuyiramburiraho ibiganza ku mutwe,

23Musa arayisogota, hanyuma yafashe ku maraso yayo, ayasi ga Aroni ku kireberebe cy'ugutwi kw'iburyo, ku gikumwe cy'ikiganza cy'iburyo, no ku ino rinini ry'ikirenge cy'iburyo.

24Musa yigiza hino bene Aroni, na bo abasiga amaraso ku kireberebe cy'ugutwi kw'iburyo, ku gikumwe cy'ikiganza cy'iburyo, no ku ino rinini ry'ikirenge cy'iburyo. Nuko nyuma, andi maraso Musa ayasesa mu mpande zose z'urutambiro.

25Musa yakoranyirije hamwe inyama zose z'ibinure, ni ukuvuga umurizo, ibinure biri ku mara, ibyo ku mwijima, impyiko zombi n'ibinure byazo, hamwe n'itako ry'iburyo.

26Mu gitebo cy'imigati idasembuye yari imbere y'Uhoraho na ho, yakuyemo akagati kadasembuye, hamwe n'akagati gatekesheje amavuta, n'agatsima, maze abigereka hejuru ya za nyama z'ibinure na rya tako ry'iburyo.

27Ibyo byose rero, abishyira mu biganza bya Aroni n'iby'abahungu be, maze abategeka gukora umuhango wo kubihereza Uhoraho.

28Barangije, Musa abikura mu biganza byabo, maze abikongereza ku rutambiro hamwe n'igitambo gitwikwa. Icyo ni cyo cyabaye igitambo cyo gushyiraho abaherezabitambo bashyashya. Impumuro yacyo irurura, kandi ni igitambo cy'ibiribwa bikongokeye burundu Uhoraho.

29Musa afata inkoro ya ya sekurume y'intama, maze ayihereza Uhoraho ho ituro. Ako gatuza ni ko kabaye umugabane wa Musa kuri iyo sekurume y'intama, nk'uko Uhoraho yari yabitegetse.

30Noneho, Musa afata amavuta yo gusiga, n'amaraso yari ku rutambiro, maze asiga Aroni n'abahungu be, kandi amisha no ku myambaro yabo. Nguko uko Musa yeguriye Uhoraho Aroni n'abahungu be, akanatagatifuza imyambaro yabo.

31Musa abwira Aroni n'abahungu be, ati «Nimutekeshereze inyama imbere y'umuryango w'ihema ry'ibonaniro; ni ho muzazirira hamwe n'imigati yo mu gitebo twakoresheje mu muhango wo kubagira abaherezabitambo. Ibyo muzabikora nk'uko nabitegetse ngira nti 'Aroni n'abahungu be, ni bo bazazirya'.

32Ibizasigara ku nyama no ku migati, muzabitwika.

33Mu gihe cy'iminsi irindwi, ntimuzava imbere y'umuryango w'ihema ry'ibonaniro. Muzahaguma kugeza ubwo igihe cyagenewe imihango yo kubagira abaherezabitambo kizaba kirangiye; kuko mu minsi irindwi ariho muzagirwa abahereza bitambo,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

34 uko byagenze uyu munsi. Koko Uhoraho yabitegetse kugira ngo mugiririrweho umuhango wo guhanagurwaho ibyaha.

35 Muzaguma imbere y'umuryango w'ihema ry'ibonaniro umunsi n'ijoro, mumare iminsi irindwi. Hanyuma, muzashobora gutunganya imirimo y'Uhoraho mutikanga urupfu. Ayo ni yo mategeko nahawe.»

36 Aroni n'abahungu be bubahiriza amategeko Uhoraho yari yatanze, atumye Musa.

## Abalevi 9

### Aroni n'abahungu be batangira imirimo yabo

1 Ku munsi wa munani, Musa ahamagara Aroni n'abahungu be, hamwe n'abakuru ba Israheli.

2 Musa rero abwira Aroni, ati «Shaka ikimasa cyo guturwaho igitambo cy'impongano y'icyaha, hamwe n'isekurume y'intama yo guturwaho igitambo gitwikwa. Ayo matungo yombi, uzayamurika imbere y'Uhoraho, ariko azabe atagira inenge.

3 Hanyuma uzabwira Abayisraheli aya magambo, uti 'Mufate isekurume y'ihene yo guturwaho igitambo gitwikwa.

4 Mufate kandi ikimasa hamwe n'isekurume y'intama byo guturwaho igitambo cy'ubuhoro imbere y'Uhoraho. Ntimwibagirwe kandi n'ituro ry'ifu ivugishijwe amavuta. Impamvu y'ibyo byose ni uko uyu munsi ariho Uhoraho ari bubabonekere.'»

5 Abayisraheli bazana imbere y'ihema ry'ibonaniro ibyo Musa yari yategetse byose, maze ikoraniro ryose rihagarara imbere y'Uhoraho.

6 Nuko Musa aravuga ati «Dore ibyo Uhoraho yabategetse gukora kugira ngo ikuzo rye ribigaragarize.»

7 Nuko Musa abwira Aroni, ati «Egera urutambiro, uture igitambo cyawe cy'impongano y'ibyaha n'igitambo cyawe gitwikwa, kugira ngo wikorereho ubwawe no ku muryango umuhango ubahanaguraho icyaha. Hanyuma, umurike amaturo y'umuryango kugira ngo uwukorereho umuhango uwuhanaguraho icyaha nk'uko Uhoraho yabitegetse.»

8 Aroni yegera urutambiro, maze asogota ikimasa cyo guturwaho igitambo cy'impongano y'icyaha cye bwite.

9 Abahungu be bamuzanira amaraso, akozamo urutoki, asiga ku mahembe y'urutambiro, maze asigaye ayasesa mu nsi yarwo.

10 Ibinure, impyiko zombi n'umwijima by'icyo gitambo, yabitwikiye ku rutambiro nk'uko Uhoraho yari yabitegetse Musa.

11 Inyama zindi hamwe n'uruhu, byo yabitwikiye kure y'ingando.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12Itungo ryari rigenewe igitambo gitwikwa, na ryo ararisogota, abahungu be bamuzanira amaraso yaryo, maze ayaminjagira mu mpande zose z'urutambiro.

13Barongeye bamuzanira igihanga n'imirwi y'icyo gitambo gitwikwa, maze abikongereza ku rutambiro.

14Amara n'amaguru arabyoza maze na byo abitwikira ku rutambiro hamwe na cya gitambo gitwikwa.

15Aroni kandi amurika amaturo y'umuryango; afata isekurume y'ihene yari igenewe igitambo cy'impongano y'icyaha cy'umuryango arayisogota, maze arayitura, nk'uko yari yagenjeje ku gitambo cya mbere.

16Yamuritse igitambo gitwikwa, anagitura uko byateganijwe.

17Ahereza kandi ituro ry'ifu, ayoraho iyuzuye urushyi, maze ayitwikira ku rutambiro, yiyongera ku gitambo gitwikwa cya mu gitondo.

18Ikimasa hamwe n'isekurume y'intama umuryango wari watuyeho igitambo cy'ubuhoro, yarabyishe, maze abahungu be bamuzanira amaraso yabyo, ayaminjagira impande zose z'urutambiro.

19Umurizo, urugimbu ruri ku mara, impyiko n'umwijima, mbese inyama z'ibinure za cya kimasa n'iza ya sekurume y'intama,

20bazigereka ku nkoro z'ibyo bitambo, maze azikongereza ku rubambiro.

21Aroni yakoze umuhango wo guhereza Uhoraho inkoro n'itako ry'iburyo, maze arabimutura nk'uko Musa yari yabimutegetse.

22Hanyuma Aroni yaramburiye ibiganza hejuru y'imbaga, ayiha umugisha maze aramanuka. Ubwo yari arangije gutura igitambo cy'impongano y'icyaha, igitambo gitwikwa, hamwe n'ibitambo by'ubuhoro.

23Nyuma y'ibyo, Musa na Aroni binjira mu ihema ry'ibonaniro, barisohotsemo baha imbaga umugisha, maze ikuzo ry'Uhoraho ryigaragariza umuryango wose.

24Ikibatsi cy'umuriro gituruka imbere y'Uhoraho, gikongeza igitambo gitwika n'ibinure byari ku rutambiro. Imbaga yose ibonye ibyo, itera hejuru, ibyishimo birayisaga, abantu bose ni ko kugwa hasi bubitse umutwe.

## Abalevi 10

### Amategeko yerekeye umuhango wo kwirabura

1Abahungu ba Aroni, Nadabu n'Avihu, bafashe ibyotezo byabo, bacanamo umuriro, bashyiramo umubavu, maze bamurikira Uhoraho umuriro udatagatifujwe, atari yabategetse.

2Bityo ikibatsi cy'umuriro gituruka imbere y'Uhoraho kirabakongeza, bapfira mu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

maso ye.

3Nuko Musa abwira Aroni, ati «Uhoraho yari yabivuze ukuri:

’Ubutungane bwanjye bugaragarira mu banyegera, kandi ngomba guherwa ikuzo imbere y’umuryango wose.’» Aroni araceceka, arumirwa.

4Musa ahamagara Mishayeli na Elisafari, bene Uziyeli se wabo wa Aroni, arababwira ati «Nimuze, muterure abavandimwe banyu, mubakure imbere y’ahantu hatagatifu, mubajyane kure y’ingando.»

5Nuko baraza babaterurira mu makanzu yabo, babakura mu ngando nk’uko Musa yari yabitegetse.

6Musa abwira Aroni hamwe n’abahungu be Eleyazari na Itamari, ati «Ntimusandaze imisatsi yanyu, kandi ntimushishimure imyenda yanyu, hato mudapfa cyangwa mugatera Uhoraho kurakarira ikoraniro ryose. Uretse mwebwe, abandi bavandimwe banyu bose bo mu nzu ya Israheli, bazaririre abo Uhoraho yatsembesheje umuriro.

7Mwebwe ntimugomba kuva ku muryango w’ihema ry’ibonaniro kugira ngo mudapfa, kuko murangwa n’ikimenyetso cy’amavuta y’Uhoraho mwasizwe.» Nuko bagenza uko Musa yari yategetse.

### Amategeko yerekeye ibinyobwa bisindisha

8Uhoraho abwira Aroni, ati

9«Niba muri bujye mu ihema ry’ibonaniro, ntimuzanywe divayi cyangwa ikindi gisindisha; bityo nta bwo muzapfa. Kuva mu gisekuru kugera ku kindi, bizababere itegeko ridakuka.

10Ibyo byose ni ukugira ngo muzashobore gutandukanya ibintu bitagatifu n’ibitari byo, ibyahumanye n’ibyahumanuwe,

11kandi ngo mwigishe Abayisraheli bose amategeko yose Uhoraho yatanze atumye Musa.»

### Amategeko yerekeye inyama z’ibitambo

12Aroni n’abahungu bari basigaye ari bo Eleyazari na Itamari, Musa yarababwiye ati «Mujyane ibisigaye ku ituro ry’ifu ryatwikiwe Uhoraho, muyitekemo imigati idasembuye, kandi muyirire iruhande rw’urutambiro, kuko ari ikintu gitagatifu rwose.

13Muzayirira ahantu hatagatifu, kuko ari wo mugabane wawe n’abawe ku bitambo biturwa Uhoraho bigakongokera Uhoraho. Iryo ni ryo tegeko nahawe.

14Naho inkoro yaherejwe Uhoraho hamwe n’itako ryagabanijwe ku gitambo, muzabirira ahantu hasukuye, wowe, abahungu bawe n’abakobwa bawe. Uwo ni wo mugabane wawe n’abana bawe ku bitambo by’ubuhoro by’Abayisraheli.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Iryo tako ryagabanijwe ku gitambo, iyo nkoro yaherejwe Uhoraho, bazabizana hamwe n'inyama z'ibinure zo gutwikwa, kugira ngo babihereze Uhoraho. Nyuma, wowe n'abahungu bawe, bizaba umugabane wanyu ubuziraherezo nk'uko Uhoraho yabitegetse.»

16Musa abajije ibya ya sekurume y'ihene y'igitambo cy'impongano y'icyaha, amenya ko bari bayitwitse. Ubwo yarakariye cyane Eleyazari na Itamari bene Aroni bari basigaye, maze arababaza ati

17«Ni kuki kiriya gitambo mutakiririye ahantu hatagatifu kandi ari umugabane mutagatifu rwose? Uhoraho yari yarakibahaye kugira ngo ikoraniro ryose rikorere mu maso ye umuhango wo kwihanaguraho icyaha.

18Kubera ko amaraso yacyo mutayajyanye ahantu hatagatifu, mwagombaga kukirira ahantu hatagatifu nk'uko nari nabitegetse.»

19Aroni abwira Musa, ati «Umva, kuri uwo munsi Abayisraheli bamurikiye Uhoraho ibitambo by'impongano y'icyaha hamwe n'ibitambo bitwikwa, none dore ibyambayeho. Ubu se ku munsi nk'uwo Uhoraho yashima ko ndiye igitambo cy'impongano y'icyaha?»

20Musa amaze kubyumva, arabishima.

## Abalevi 11

### INYIGISHO ZEREKEYE IBYAHUMANYEN'IBITAHUMANYE

#### Inyamaswa zanduza n'izitanduza

1Uhoraho abwira Musa na Aroni, ati

2«Muzabwire Abayisraheli mutya: Mu nyamaswa zose ziri ku isi, dore izo muzashobora kurya:

3izifite ikinono gisatuye, kandi zuza.

4Mu nyamaswa rero zuza kandi zifite ibinono, dore izo mutazarya: Ingamiya, kuko yuza ariko ntigire ibinono; ntimuzayirye, yabanduza.

5Impereryi, kuko yuza ariko ntigire ibinono; murayizira; yabanduza.

6Urukwavu, kuko rwuza ariko ntirugire ibinono; muraruzira, rwabanduza.

7Ingurube, kuko ifite ibinono bisatuye, ariko ntiyuze; murayizira, yabanduza.

8Izo nyamaswa zose, muzira inyama zazo no gukora ku ntumbi zazo, kuko zabanduza.

9Dore mu nyamaswa ziba mu mazi, izo muzashobora kurya: inyamaswa yose iba mu mazi, haba mu nyanja cyangwa mu mugezi, niba ifite amababa yogesha n'isharankima, mushobora kuyirya.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10 Cyakora, inyamaswa zose, zitagira amababa zogesha n'isharankima, ari udusimba two mu mazi, ari n'ibindi biba mu nyanja cyangwa mu migezi, byose murabizira.

11 Birabujijwe ntimuzigere na rimwe murya inyama zabyo, kandi ntihazagire n'ukora ku ntumbi zabyo.

12 Inyamaswa yose yo mu mazi idafite amababa yogesha n'isharankima, murayizira.

13 Mu nyoni, dore izo mutazakoraho kandi ntimuzirye kuko muzizira: kagoma, icyanira, icyaruzi,

14 sakabaka, amoko yose y'ibyanira,

15 amoko yose y'ibikona,

16 mbuni, igishihanyi, rushorera, agaca n'amoko yako yose,

17 igihunyira, sarumfuna, igihunyira cy'amatwi,

18 inyange, igishondabagabo, ikizu,

19 itanangabo, samusure n'agacurama, hamwe n'uruyongoyongo n'amoko yarwo yose.

20 Igisimba cyose kiguruka kandi kikagira amaguru ane, ni umuziro kuri mwe.

21 Cyakora muri ibyo bisimba biguruka kandi bikagira amaguru ane, ibyo mushobora kuzarya, ni ibifite amaguru atuma bisimbagurika ku butaka.

22 Ibyo mushobora kurya rero, ni inzige, isanane, amajeri, hamwe n'amoko yabyo yose.

23 Bityo rero, igisimba cyose kiguruka kandi kikagira gusa amaguru ane ariko ntigisimbagurike, murakizira.

### Ubwandure bukurikirana

24 Izo nyamaswa zose rero zirahumanya; uzakora ku ntumbi yazo azaba yanduye kugeza nimugoroba.

25 Uzaterura intumbi yazo wese, azamese imyenda ye, kuko azaba yanduye kugeza nimugoroba.

26 Inyamaswa zose zifite ibinono bidasatuye cyangwa ntizuze, izo murazizira. Uzikozeho aba yanduye.

27 Byongeye, mu nyamaswa zose zigenza amaguru ane, izidafite ibinono zikandagiza amajanja, murazizira. Uzakora ku ntumbi yazo wese, azaba yanduye kugeza nimugoroba.

28 Uzaterura intumbi yazo wese, azamese imyenda ye, kuko aba yahumanye kugeza nimugoroba.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

29Mu dusimba tujagata ku butaka twose, utwo muzira ni utu: ifuku, umushushwe, amoko yose y'umuserebanya,

30umukara, umucamano, icyugu hamwe n'uruvu.

31Ngutwo utuzira mu dusimba twose. Uzakora ku ntumbi yatwo wese, azaba yanduye kugeza nimugoroba.

32Igikoresho cyose intumbi yatwo izagwaho, kizaba cyanduye. Cyaba igikoresho cyo mu giti, umwambaro, uruhu se cyangwa isaho, mbese igikoresho icyo ari cyo cyose, ibyo byose bizogeshwa amazi kuko biba byanduye kugeza nimugoroba. Nyuma y'ibyo, ni ho bizaba bisukuye.

33Bene ako gasimba nikagwa mu gikoresho cy'ibumba, ibikirimo bizaba byanduye, n'icyo gikoresho kigomba kumenwa.

34Ibiribwa byose n'ibinyobwa byose bizatarukirwa n'amazi yari muri ibyo bikoresho, bizaba byanduye.

35Ikintu cyose intumbi y'utwo dusimba izagwaho, kizaba cyanduye. N'aho cyaba iziko cyangwa amashyiga, muzakimenagure, kuko kiba cyanduye kandi muzakizira.

36Nyamara isoko cyangwa iriba ryafukuriwe kubika amazi, byo ntibishobora guhumana, naho ubundi ukoze ku ntumbi y'utwo dusimba aba yanduye.

37Nanone kandi intumbi yatwo nigwa ku ntete zigenewe kuzabibwa, nta bwo zizahumana.

38Cyakora, iyo mbuto niba yageze mu mazi, maze intumbi y'utwo dukoko ikayigwaho, izaba ishobora kubanduza.

39Inyamaswa yose mushobora kurya niyipfusha, uzakora ku ntumbi yayo azaba yanduye kugeza nimugoroba.

40Uriye ku ntumbi yayo na we kandi, arahumana kugeza nimugoroba. Agomba rero kumesa imyambaro ye. Ni kimwe n'uwayiteruye, na we agomba kumesa imyambaro ye, kuko aba yahumanye kugeza nimugoroba.

41Udusimba twose tujagata ku butaka, muratuzira, ntimuzaturye.

42Twaba utugendesha inda, utugendesha amaguru ane cyangwa arenga, ntimuzaturye kuko mutuzira.

43Ntimuzihumanye maze ngo mwiyanduze kubera utwo dusimba twikurura hasi.

44Ndi Uhoraho Imana yanyu, muzisukure mube abatagatifu nk'uko nanjye ndi umutagatifu. Mwebwe ubwanyu, ntimuzihumanye ku mpamvu ya turiya dusimba tujagata ku butaka.

45Ndi Uhoraho, wabakuye mu gihugu cya Misiri kugira ngo mbabere Imana.


© 2012, Bible Society of Rwanda.

Mugomba rero kuba abatagatifu kuko nanjye ndi umutagatifu.

46Ayo ni yo mategeko yerekeye inyamaswa, inyoni hamwe n'utundi dusimba twose twoga mu mazi cyangwa tujagata ku butaka.

47Ayo mategeko azatuma mushobora gutandukanya icyanduza n'ikitanduza, kandi mumenye inyamaswa ziribwa n'izitaribwa.

## Abalevi 12

### Isukurwa ry'umugore wabyaye

1Uhoraho abwira Musa, ati

2«Dore ibyo uzamenyesha Abayisraheli: Umugore nasama inda akabyara umuhungu, azamara iminsi irindwi ari mu miziro, nk'uko bigenda iyo ari mu muhango w'abakobwa.

3Ku munsi wa munani, umwana bazamugenya ,

4hanyuma nyina amare iminsi mirongo itatu n'itatu ategereje ko amaraso ye asukurwa. Ntazagire ikintu gitagatifu akoraho cyangwa ngo ajye mu Ngoro, kugeza ubwo igihe cy'isukurwa rye kizarangira.

5Nabyara umukobwa, azamara ibyumweru bibiri ari mu miziro nk'uko bigenda nyine iyo ari mu muhango w'abakobwa. Hanyuma nanone azamara iminsi mirongo itandatu n'itandatu ategereje ko amaraso ye asukurwa.

6Igihe cy'isukurwa rye nikirangira, yaba yabyaye umuhungu cyangwa umukobwa, azasanga umuherezabitambo ku muryango w'ihema ry'ibonaniro. Ubwo azaba amuzaniye umwana w'intama wo guturwaho igitambo gitwikwa, hamwe n'inuma cyangwa intungura zo guturwaho igitambo cy'impongano y'icyaha.

7Ibyo byose umuherezabitambo abimurika imbere y'Uhoraho, maze yamara gukorera kuri uwo mubyeyi umuhango wo kumuhanaguraho icyaha, akaba amusukuye ubwandu yatewe no kuva amaraso.» Ayo ni yo mategeko yerekeye umugore wabyaye umuhungu cyangwa umukobwa.

8«Niba uwo mubyeyi adashobora kubona umwana w'intama, azafate inuma ebyiri cyangwa intungura ebyiri; imwe iturweho igitambo gitwikwa, indi ayitureho igitambo cy'impongano y'icyaha. Iyo umuherezabitambo amaze kumukoreraho umuhango wo kumusukura, ubwo nyine aba asukuwe.»

## Abalevi 13

### Indwara zo ku mubiri w'umuntu

1Uhoraho abwira Musa na Aroni, ati

2«Ku mubiri w'umuntu nihavukaho ikibyimba, amahumane cyangwa isekera, maze


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bikamuviramo indwara yo mu bwoko bw'ibibembe, bazamushyikirize umuherezabitambo Aroni, cyangwa undi muherezabitambo mu bahungu be.

3 Umuherezabitambo asuzume iyo ndwara yo ku mubiri. Niba ubwoya bwo muri icyo gisebe bwererana, kandi kikaba kirigita mu mubiri, azamenye ko ari ibibembe. Umuherezabitambo namara kumusuzuma, azatangaza ko uwo muntu yahumanye.

4 Iyo ku mubiri hari ibara ryera, ariko uruhu rutarigise mu nyama kandi n'ubwoya butahindutse umweru, umuherezabitambo aha uwo murwayi akato mu gihe cy'iminsi irindwi.

5 Ku munsi wa karindwi, umuherezabitambo ni bwo yongera kumusuzuma. Iyo asanze uburwayi butiyongereye ngo busatire undi mubiri, umuherezabitambo arongera akamuha akato mu kindi gihe cy'iminsi irindwi.

6 Ku munsi wa karindwi umuherezabitambo amusuzuma bundi bushya. Iyo asanze uburwayi bwasibanganye, butakomeje ngo busatire undi mubiri, ubwo riba ryari isekera. Umuherezabitambo rero ahita atangaza ko uwo muntu adahumanye. Ubwo na we amesa imyambaro ye, maze akaba asukuwe.

7 Ariko umuherezabitambo najya kwemeza ko uwo murwayi atahumanye, hanyuma uwo muntu agasanga isekera risatira undi mubiri,

8 azongere yisuzumishe ku muherezabitambo bundi bushya. Isekera rero niriba ryarasatiriye undi mubiri, bizaba ari ibibembe. Ubwo umuherezabitambo azatangaza ko uwo muntu yanduye.

9 Nihagira umuntu ufatwa n'indwara yo mu bwoko bw'ibibembe, bazamushyire umuherezabitambo,

10 maze amusuzume. Nasanga ku mubiri we inyama zanamye mu kibyimba cyererana, kandi ubwoya bwarahindutse umweru,

11 bizaba ari ibibembe byamwaritse mu mubiri. Ubwo umuherezabitambo azahita atangaza ko uwo muntu yanduye. Ntazirushye yigora ngo aramuha akato, biba bigaragara ko yanduye.

12 Nyamara niba ibyo bibembe byasheshe ku mubiri wose bikawupfukirana kuva ku mutwe kugeza ku birenge,

13 umuherezabitambo azasuzuma ubwo burwayi. Ibibembe nibiba bikwiriye ku mubiri wose n'ubwoya bukaba bwahindutse umweru, umuherezabitambo azatangaza ko uwo murwayi atanduye.

14 Ariko ku mubiri we inyama nizanama, azaba yanduye.

15 Inyama iyo zanamye ziranduza, biba ari ibibembe. Iyo rero umuherezabitambo amaze kubisuzuma, atangaza ko uwo muntu yanduye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16 Iyo izo nyama zanamye zongeye zigahinduka umweru, umurwayi asanga umuherezabitambo,

17 maze akisuzumisha. Kuko rero aharwaye hazaba habaye umweru, umuherezabitambo atangaza ko iyo ndwara itanduza. Umurwayi na we aba asukuwe.

18 Niba ku mubiri w'umuntu harigeze ikibyimba ariko kigakira,

19 nyuma mu nkovu hakavukamo uruheri rwererana cyangwa hakazaho ibara ry'umweru uvanze n'ikigina,

20 uwo muntu nyine azisuzumishe ku muherezabitambo. Iryo bara niba ryaracengeye mu mubiri kandi n'ubwoya bwarahindutse umweru, umuherezabitambo azatangaza ko uwo muntu yanduye. Izaba ari indwara y'ubwoko bw'ibibembe itangiye gusesa ahahoze hari ikibyimba.

21 Ariko nanone niba asuzumye agasanga nta rwoya rw'umweru ruhari, n'iryo bara ritaracengeye mu mubiri, ahubwo rikaba risa n'irisibangana, umuherezabitambo azahe uwo muntu akato mu gihe cy'iminsi irindwi.

22 Niba iryo bara rikomeje gusatira undi mubiri, umuherezabitambo atangaza ko uwo murwayi yanduye. Iyo iba ari indwara.

23 Niba ariko ryagumye hamwe ntirisatire undi mubiri, iba ari inkovu ya cya kibyimba, umuherezabitambo atangaza ko uwo muntu atanduye.

24 Urundi rugero rw'indwara yo ku mubiri: umuntu natwikwa n'umuriro maze mu gisebe hakavukamo ibara ry'umweru w'ikigina,

25 umuherezabitambo azamusuzume. Nasanga ubwoya bwarahindutse umweru kandi igisebe na cyo gicengera mu mubiri, bizaba ari ibibembe bishaka gusesa mu bushye. Izaba ari indwara yo mu bwoko bw'ibibembe; umuherezabitambo azatangaze ko uwo muntu yanduye.

26 Ariko kandi nasuzuma agasanga nta bwoya bwera buhari, n'igisebe kikaba cyaragumye hamwe ntigicengere mu mubiri, umuherezabitambo azahe uwo muntu akato mu gihe cy'iminsi irindwi.

27 Ku munsi wa karindwi umuherezabitambo azasuzuma, maze nasanga icyo gisebe cyarasatiriye undi mubiri, atangaze yuko uwo muntu yanduye. Izaba ari indwara yo mu bwoko bw'ibibembe.

28 Ariko, niba iryo bara ryaragumye hamwe, ndetse rigasa n'irisibangana aho gusatira undi mubiri, buzaba ari ububyimba butewe n'ubushye. Kuko izaba ari inkovu y'ubushye, umuherezabitambo azatangaze ko uwo muntu atanduye.

29 Umugabo cyangwa umugore nibafatwa n'igisebe ku mutwe cyangwa ku kananwa,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

30umuherezabitambo azabasuzume. Icyo gisebe nikiba gisa n'icyacengeye mu mubiri, ubwoya bwaho bukaba butatanye kandi bwarahindutse ikigina, umuherezabitambo azatangaza ko uwo muntu yanduye. Ibyo biba ari ibihushi, ni ukuvuga ibibembe byo mu mutwe cyangwa ku kananwa.

31Ariko nanone, nasuzuma ibyo bihushi agasanga bidacengera mu mubiri, n'ubwo nta bwoya bw'umukara buzaba buhari, umuherezabitambo azahe uwo murwayi akato mu gihe cy'iminsi irindwi.

32Ku munsi wa karindwi, umuherezabitambo azasuzuma iyo ndwara. Iyo asanze ubwoya butarahindutse ikigina, ibihushi na byo ntibibe byarasatiriye undi mubiri cyangwa ngo bicengere imbere mu nyama,

33umuherezabitambo asaba umurwayi kwiyogoshesha ahandi hose agasiga aharwaye. Hanyuma umuherezabitambo arongera agaha uwo murwayi akato mu gihe cy'iminsi irindwi.

34Ku munsi wa karindwi, umuherezabitambo asuzuma ibyo bihushi. Iyo bitasatiriye undi mubiri cyangwa ngo bicengere imbere mu ruhu, umuherezabitambo atangaza ko uwo muntu atanduye. Uwo murwayi na we iyo amaze kumesa imyenda ye, ubwo aba asukuye.

35Ariko rero, iyo yamaze gutangaza ko uwo muntu atanduye, maze nyuma akabona ibihushi byasatiriye undi mubiri,

36umuherezabitambo arongera akamusuzuma. Kuko rero ibihushi bizaba byasatiriye undi mubiri, umuherezabitambo ntazirirwe areba ko ubwoya bwahindutse ikigina; uwo muntu aba yaranduye.

37Ariko rero iyo asanze harameze ubwoya bw'umukara, ibihushi na byo bitariyongereye ndetse ahubwo byarakize, uwo murwayi aba asukuye. Umuherezabitambo na we atangaza ko uwo muntu atanduye.

38Ku mubiri w'umugabo cyangwa w'umugore nihazaho ibibara byera,

39umuherezabitambo azabisuzume. Ibyo bibara byo ku ruhu nibiba bifite ibara ry'umweru w'ikigina, kizaba ari ikibibi cyavutse ku mubiri. Ukirwaye kandi ntazaba yanduye.

40Niba umuntu apfutse imisatsi, umutwe we ugasigara ari imbuga, aba asukuye.

41Niba umuntu apfutse umusatsi w'imbere, umutwe w'imbere ugasigarana ubwambure, aba asukuye.

42Nyamara muri urwo ruhara rwo mu gihorihori cyangwa mu masoso, nihavukamo igisebe cy'umweru w'ikigina, bizaba ari ibibembe byahasheshe.

43Umuherezabitambo azasuzuma iyo ndwara. Niba icyo gisebe cyo mu gihorihori

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

cyangwa mu masoso gifite ibara ry'umweru w'ikigina, kandi kikaba gisa n'ibibembe by'uruhu,

44 uwo muntu aba yaranduye kuko ari umunyabibembe. Uwo murwayi aba yafashwe n'ibibembe ku mutwe; umuherezabitambo rero atangaza ko uwo muntu yanduye.

45 Umubembe wafashwe n'iyo ndwara yambara imyenda y'ibishwangi ntasokoze umusatsi we, ndetse n'ubwanwa bwe akabupfuka. Ubundi kandi aho ageze agomba kurangurura ati «Uwahumanye! Uwahumanye!»

46 Aba yaranduye kuko nyine indwara yamufashe iba ihumanya. Azatura ukwe wenyine, urugo rwe azarushinga kure y'ingando.

### Imyambaro yandujwe n'ibibembe

47 Hari ubwo umwambaro ukoze mu bwoya bw'intama cyangwa muri hariri ushobora kugwaho ibirabagwe by'ibibembe.

48 Ari ku mwambaro udoze mu mwenda, ari ku mupira uboshye mu bwoya bw'intama cyangwa muri hariri, ari ku mpu cyangwa ku kintu icyo ari cyo cyose kizikozemo,

49 ibyo bibara nibiba icyatsi kibisi cyangwa umutuku bizaba ari ibirabagwe by'ibibembe. Umuherezabitambo azagomba kubisuzuma.

50 Umuherezabitambo namara gusuzuma icyo kintu cyanduye, azagifungirana ahantu mu gihe cy'iminsi irindwi.

51 Ku munsi wa karindwi, umuherezabitambo arongera agasuzuma icyo kirabagwe kiri ku mwambaro udoze mu mwenda, ku mupira uboshye cyangwa ku kintu gikoze mu ruhu icyo ari cyo cyose. Nasanga rero ibyo bibara byariyongereye, ubwo bizaba ari ibirabagwe by'ibibembe bihari. Icyo kintu biriho na cyo kiba cyanduye.

52 Uwo mwambaro, waba udoze mu mwenda, waba uboshye mu bwoya bw'intama, muri hariri se cyangwa ukoze mu ruhu, bazawutwika. Icyo kintu kigomba gutwikwa kuko ibibembe biba byakigezemo.

53 Ariko rero, iyo umuherezabitambo asuzumye uwo mwambaro udoze mu mwenda, uwo mupira, cyangwa icyo kintu gikoze mu ruhu icyo ari cyo cyose, agasanga icyo kibara kitariyongereye,

54 ategeka kumesa icyo kintu cyanduye, maze akagifungirana ahantu mu gihe cy'iminsi irindwi.

55 Iyo bamaze kumesa, umuherezabitambo arongera agasuzuma. Iyo asanze icyo kirabagwe kitarahinduye ibara, n'ubwo cyaba kitiyongereye, icyo kintu kiba cyaranduye. Uzagitwike. Uwo mwambaro, ibibembe biba byarawononnye biturutse imbere cyangwa inyuma.

56 Ariko nibamara kumesa, umuherezabitambo yasuzuma agasanga cya kibara gisa

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'igisibangana, azagikata maze acyomore kuri uwo mwambaro ukoze mu mwenda, mu ruhu cyangwa mu mupira.

57Nyuma y'ibyo cya kibara nikigaruka kuri uwo mwambaro, buzaba ari ubututike bw'ibibembe, muzahite muwutwika.

58Umwambaro udoze mu mwenda, umupira cyangwa ikintu icyo ari cyo cyose gikoze mu ruhu, iyo ukimeshe, ikirabagwe kigasibangana, urongera ukakimesa bwa kabiri, maze kikaba gisukuwe.»

59Ngayo amategeko yerekeye ibirabagwe by'ibibembe bitunguka ku mwambaro udoze mu bwoya bw'intama cyangwa muri hariri, ku mupira, cyangwa ku kintu icyo ari cyo cyose gikoze mu ruhu; ayo mabwiriza ni yo azatuma bemeza ko ibyo bintu byanduye cyangwa bitanduye.

## Abalevi 14

### Isukurwa ry'umubembe

1Uhoraho abwira Musa, ati

2«Dore umuhango muzakurikiza, umunsi muzasukura umubembe: Muzamushyikiriza umuherezabitambo,

3maze na we amusohokane kure y'ingando, abe ariho amusuzumira. Uwo muntu umaze gukira indwara yo mu bwoko bw'ibibembe, agashaka kwisukura,

4umuherezabitambo azamutegeka kuzana inyoni ebyiri nzima zisukuye, umwenda w'umuhemba hamwe n'amashami ya sederi na hisopo.

5Umuherezabitambo azategeka kwicira inyoni ya mbere hejuru y'urwabya rw'ibumba rurimo amazi yo mu iriba.

6Azafata inyoni nzima isigaye hamwe n'umwenda w'umuhemba, ishami rya sederi n'irya hisopo; abyinike mu maraso ya ya nyoni biciye hejuru y'amazi yo mu iriba.

7Namara kuminjagira incuro ndwi kuri wa wundi ushaka kwisukuraho ibibembe, azatangaza ko asukuwe. Ubwo umuherezabitambo azarekura ya nyoni nzima yigire ku gasozi.

8Ushaka kwisukura na we, azamesa imyambaro ye, yogoshe ubwoya bwose afite, yiyuhagire mu mazi, maze abe asukuwe. Nyuma azasubira mu ngando, ariko amare iminsi irindwi atarinjira mu ihema rye.

9Ku munsi wa karindwi, azogosha ubwoya bwose afite, ku mutwe, ku kananwa no ku bitsike by'amaso. Azamesa kandi imyambaro ye, yiyuhagire mu mazi, maze abe asukuwe.

10Ku munsi wa munani, azamurika abana b'intama babiri, umwana w'intama w'inyagazi ufite umwaka umwe kandi utagira inenge, urweso rw'amavuta hamwe


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n’utwibo dutatu tw’ifu ivanze n’amavuta.

11Umuherezabitambo urangiza uwo muhango, amurika uwo muntu ugomba gusukurwa hamwe n’amaturo ye, imbere y’Uhoraho ku muryango w’ihema ry’ibonaniro.

12Umuherezabitambo afata umwana w’intama wa mbere akawuturaho igitambo cy’indishyi y’akababaro, kigaherekezwa na rwa rwabya rw’amavuta. Ibyo byose umuherezabitambo abimurika imbere y’Uhoraho.

13Uwo mwana w’intama awicira aho basanzwe bicira igitambo cy’impongano y’icyaha cyangwa igitambo gitwikwa, ni ukuvuga ahantu hatagatifu. Kandi rero, ari igitambo cy’indishyi y’akababaro, ari n’igitambo cy’impongano y’icyaha, byose biba iby’umuherezabitambo. Ni ibintu bitagatifu.

14Umuherezabitambo akoza urutoki mu maraso y’igitambo cy’indishyi y’akababaro, agasiga uwisukurisha ku kireberebe cy’ugutwi kw’iburyo, ku gikumwe cy’ikiganza cy’iburyo, no ku ino rinini ryo ku kirenge cy’iburyo.

15Umuherezabitambo afata ya mavuta ari mu rwabya, akisukaho make mu kiganza cy’ibumoso.

16Ayo mavuta yo ku rushyi rw’ibumoso, umuherezabitambo ayakozamo urutoki incuro ndwi imbere y’Uhoraho.

17Amavuta asigaye ku rushyi, umuherezabitambo ayasiga uwisukurisha ku kireberebe cy’ugutwi kw’iburyo, ku gikumwe cy’ikiganza cy’iburyo, no ku ino rinini ryo ku kirenge cy’iburyo. Ubwo nyine asiga ayo mavuta aho yasize ya maraso y’igitambo cy’indishyi y’akababaro.

18Amavuta asigaye ku rushyi, umuherezabitambo ayasiga uwisukurisha ku mutwe, maze imbere y’Uhoraho, akamukoreraho umuhango wo kumuhanaguraho icyaha.

19Ubwo noneho umuherezabitambo atura igitambo cy’impongano y’icyaha, maze agakorera ku wisukurisha umuhango wo kumuhanaguraho ubwandure. Hanyuma yica itungo rigenewe igitambo gitwikwa,

20maze akakimurikira ku rutambiro hamwe n’ituro ry’ifu. Umuherezabitambo arangiza akorera ku wisukurisha umuhango wo kumuhanaguraho ubwandure, maze akaba asukuwe.

### Isukurwa ry’umubembe w’umukene

21Niba uwanduye ari umukene, akaba adashobora kubona ibyo byose, azazane umwana w’intama umwe awumurikeho igitambo cy’indishyi y’akababaro, kugira ngo bamukorereho umuhango wo kumuhanaguraho ubwandure. Azamurika kandi ituro ry’akebo kamwe k’ifu ivugishije amavuta hamwe n’urwabya rw’amavuta. Akurikije uko yifite,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22azongeraho inuma ebyiri cyangwa intungura ebyiri, imwe ibe iy’igitambo cy’impongano y’icyaha, indi na yo ibe iy’igitambo gitwikwa.

23Ku munsi wa munani, naza kwisukurisha, ibyo byose azabishyikiriza umuherezabitambo imbere y’Uhoraho, ku muryango w’ihema ry’ibonaniro.

24Umuherezabitambo azafata wa mwana w’intama w’igitambo cy’indishyi y’akababaro hamwe na rwa rwabya rw’amavuta, maze abimurike imbere y’Uhoraho.

25Namara kwica umwana w’intama w’igitambo cy’indishyi y’akababaro, amaraso yawo azayasiga uwisukurisha ku kireberebe cy’ugutwi kw’iburyo, ku gikumwe cy’ikiganza cy’iburyo, no ku ino rinini ryo ku kirenge cy’iburyo.

26Umuherezabitambo asuka amavuta make mu kiganza cy’ibumoso.

27Ayo mavuta yo ku rushyi rw’ibumoso, umuherezabitambo ayakozamo urutoki rw’ikiganza cy’iburyo, maze akayaminjagira incuro ndwi imbere y’Uhoraho.

28Naho ayo mavuta ari ku rushyi, umuherezabitambo ayasiga uwisukurisha ku kireberebe cy’ugutwi kw’iburyo, ku gikumwe cy’ikiganza cy’iburyo, no ku ino rinini ry’ikirenge cy’iburyo. Ubwo nyine asiga ayo mavuta aho yasize ya maraso y’igitambo cy’indishyi y’akababaro.

29Amavuta asigaye ku rushyi, umuherezabitambo ayasiga uwisukurisha ku mutwe, maze imbere y’Uhoraho, akamukoreraho umuhango wo kumuhanaguraho ubwandure.

30Uwisukurisha naba yazanye inuma cyangwa intungura, mbese muri izo nyoni azaba yashoboye kubona,

31imwe izaturwaho igitambo cy’impongano y’icyaha, indi na yo ibe iy’igitambo gitwikwa kigaherekeza ituro ry’ifu. Nyuma y’ibyo, umuherezabitambo akorera ku wisukurisha umuhango wo kumuhanaguraho ubwandure, imbere y’Uhoraho.»

32Ayo ni yo mategeko yerekeye umubembe w’umukene utashobora kubona ibya ngombwa byajyana n’umuhango wo kumusukura.

### Uruhumbu ku nkuta z’amazu

33Uhoraho abwira Musa na Aroni, ati

34«Nimumara kugera mu gihugu cya Kanahani nabeguriye, maze ngashyira ibibara by’ibibembe mu nzu y’icyo gihugu kizaba icyanyu,

35nyiri iyo nzu nyine azajya kubimenyesha umuherezabitambo. Azamubwira ati «Nabonye ibibara bisa n’iby’ibibembe mu nzu yanjye.»

36Umuherezabitambo azategeka ko iyo nzu bayikuramo ibirimo byose, mbere y’uko yinjiramo ngo asuzume ibyo bibara. Ibyo bizatuma nta kintu cyo muri iyo nzu cyandura. Nibirangira, umuherezabitambo azinjira muri iyo nzu kugira ngo asuzume

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ibyo bibara.

37Nasanga bisa n'ibicengera mu rukuta, kandi byariyashijemo imitutu y'icyatsi kibisi cyangwa itukura,

38umuherezabitambo azasohoka, maze nagera ku muryango w'ihema, iyo nzu ayifunge mu gihe cy'iminsi irindwi.

39Ku munsi wa karindwi, umuherezabitambo azagaruka maze yongere asuzume. Nasanga ibyo bibara bishaka gukwira ku nkuta z'inzu,

40umuherezabitambo azategeka ko amabuye yanduye bayomora, maze bakayajugunya hirya y'umugi, ahantu hahumanye.

41Ibitaka byose byanduriye ku nkuta mu nzu imbere, bazabiharure maze babisuke hirya y'umugi, ahantu hahumanye.

42Bazashaka andi mabuye bayasimbuze aya mbere, kandi bafate urundi rwondo bahome ya nzu bundi bushya.

43Hari ubwo bakomora ya mabuye, bagaharura icyondo, ndetse bakongera guhoma bundi bushya, ariko bya bibara bikanga bikagaruka kuri ya nzu.

44Icyo gihe umuherezabitambo azagenda yongere asuzume. Nasanga ibyo bibara byariyongereye, bizaba ari ibibembe byasabitse iyo nzu. Izaba yaranduye;

45muzayisenye. Ibizayivaho, ari amabuye, ibiti cyangwa urwondo byose muzabijyane hirya y'umugi, ahantu hahumanye.

46Igihe cyose iyo nzu izaba ifunze, uzayinjiramo azaba yanduye kugeza nimugoroba.

47Naho uzayiryamamo cyangwa akayiriramo, azagomba kumesa imyenda ye.

48Cyakora rero, umuherezabitambo niyinjira, maze yasuzuma agasanga ibibara bitariyongereye bamaze guhoma bundi bushya, azatangaza ko iyo nzu itanduye. Izaba isukuye kuko ubwandu buzaba bwakize.

49Kugira ngo ahumanure iyo nzu, azazana inyoni ebyiri, umwenda w'umuhemba, hamwe n'amashami y'ibiti bya sederi na hisopo.

50Inyoni ya mbere azayicira hejuru y'urwabya rurimo amazi yo mu isoko.

51Amashami y'ibiti bya sederi na hisopo, umwenda w'umuhemba, hamwe na ya nyoni ikiri nzima, azabyinika mu mazi yo mu isoko no mu maraso ya ya nyoni yapfuye. Ibyo byose azabiminjagira ya nzu incuro ndwi.

52Nguko uko azahumanura iyo nzu, akoresheje amaraso y'inyoni, amazi yo mu isoko, inyoni nzima, umwenda w'umuhemba, hamwe n'amashami y'ibiti bya sederi na hisopo.

53Umuherezabitambo kandi azarekura ya nyoni nzima igurukire hirya y'umugi


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ahagana ku gasozi, maze na we akorere kuri iyo nzu umuhango wo kuyihumanura. Nyuma y'ibyo rero, ni ho izaba isukuwe.»

54Ayo ni yo mategeko yerekeye indwara zose zo mu bwoko bw'ibibembe; ari urushimba,

55ari ibibara byo ku mwambaro cyangwa ku nzu,

56ari ikibyimba, amahumane cyangwa isekera.

57Ni amabwiriza asobanura igihe ikintu kiba cyanduye cyangwa kitanduye. Mbese ayo ni yo mategeko yerekeye ibibembe.

## Abalevi 15

### Ubwandu bw'igitsina cy'umugabo

1Uhoraho abwira Musa na Aroni, ati

2«Dore ibyo muzamenyesha Abayisraheli: Iyo umugabo afashwe n'indwara ituma aninda ku gitsina, ubwo aba yanduye.

3Igihe cyose igitsina cy'umugabo kizaba kininda cyangwa cyarazibye, azaba yaranduye. Azagengwa n'aya mategeko.

4Uburiri bwose uwo mugabo azaba yaryamyeho, buzaba bwanduye. Ubundi kandi ikintu cyose uwo muntu azicaraho kizaba cyanduye.

5Uzakora kuri ubwo buriri azamese imyambaro ye, yiyuhagire mu mazi, kuko aba yanduye kugeza nimugoroba.

6Uzicara ku kintu cyose uninda igitsina yicayeho, azamese imyambaro ye, yiyuhagire mu mazi, kuko aba yanduye kugeza nimugoroba.

7Uzakora ku mubiri w'uninda igitsina, azamese imyambaro ye, yiyuhagire mu mazi, kuko aba yanduye kugeza nimugoroba.

8Umuntu usukuye, nacirwa amacandwe n'uninda igitsina, azamese imyambaro ye, yiyuhagire mu mazi, kuko aba yanduye kugeza nimugoroba.

9Intebe yo ku ngamiya cyangwa ku ndogobe uninda igitsina azajya ku rugendo yicayeho, izaba yanduye.

10Ukoze ku kintu uninda igitsina yicayeho, aba yanduye kugeza nimugoroba. Uzikorera ikintu nk'icyo, na we azamese imyambaro ye, yiyuhagire mu mazi, kuko aba yanduye kugeza nimugoroba.

11Umuntu wese uzakorwa n'uninda igitsina atakarabye, azamese imyambaro ye, yiyuhagire mu mazi, kuko aba yanduye kugeza nimugoroba.

12Umuntu uninda igitsina nakora ku gikoresho cyo mu ibumba, bazakimene. Nakora


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ku cyabajwe mu giti, bazacyogeshe amazi.

13Iyo ndwara yo kuninda igitsina nikira, uwo mugabo azabare iminsi irindwi, nuko kuri uwo wa karindwi amese imyambaro ye, yiyuhagire amazi yo mu isoko, bityo abe asukuwe.

14Ku munsi wa munani, azafate inuma ebyiri n'intungura ebyiri, maze mu maso y'Uhoraho azishyikirize umuherezabitambo ku muryango w'ihema ry'ibonaniro.

15Muri izo nyoni, imwe umuherezabitambo azayituraho igitambo cy'impongano y'icyaha, indi ayitureho igitambo gitwikwa. Nyuma y'ibyo, umuherezabitambo azakorera kuri uwo muntu umuhango wo kumuhanaguraho ubwandu yatewe no kuninda igitsina.

16Umugabo natakaza intanga, aziyuhagire umubiri wose, kuko aba yanduye kugeza nimugoroba.

17Izo ntanga nizigwa ku mwambaro cyangwa ku kindi gikoresho gikoze mu ruhu, muzabimese kuko biba byanduye kugeza nimugoroba.

18Umugore naryamana n'umugabo, baziyuhagire kuko baba banduye kugeza nimugoroba.

### Ubwandu bw'igitsina cy'umugore

19Umugore nafatwa no kuva, maze amaraso agasohoka mu gitsina cye, azamara iminsi irindwi ari mu mihango y'abakobwa. Uzamukoraho wese azaba yanduye kugeza nimugoroba.

20Naba ari muri iyo mihango y'abakobwa, ikintu cyose azicaraho cyangwa akakiryamaho, kizaba cyanduye.

21Umuntu wese uzakora ku buriri bwe, aziyuhagire, amese imyenda ye, kuko aba yanduye kugeza nimugoroba.

22Umuntu wese uzakora ku kintu cyose uwo mugore yicayeho, aziyuhagire, amese imyenda ye, kuko aba yanduye kugeza nimugoroba.

23Ikintu kizaba kiri aho yicaye cyangwa ku buriri bwe, uzagikoraho azaba yanduye kugeza nimugoroba.

24Iyo umugabo atinyutse kuryamana n'uwo mugore, amara iminsi irindwi yanduye, kandi n'uburiri aryamyeho bwose, buba bwanduye.

25Hari ubwo umugore yafatwa n'indwara yo kuva, akamara iminsi irenga iyo imihango y'abakobwa isanzwe imara. Muri icyo gihe cyose aba ava, ubwandu bwe arabugumana nk'uko nyine aba abufite iyo ari mu mihango y'abakobwa.

26Nk'uko bigenda iyo ari mu mihango y'abakobwa, muri icyo gihe cyo kuva, uburiri azaryamaho cyangwa ikintu cyose azicarira, kizaba cyanduye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

27Ibyo bintu uzabikoraho wese, azamese imyambaro ye, yiyuhagire mu mazi, kuko aba yanduye kugeza nimugoroba.

28Iyo ndwara yo kuva amaraso iyo ikize, uwo mugore abara iminsi irindwi, maze kuri uwo wa karindwi akaba asukuwe.

29Ku munsi wa munani, afata inuma ebyiri, akazishyikiriza umuherezabitambo ku muryango w'ihema ry'ibonaniro.

30Muri izo nyoni, imwe umuherezabitambo ayituraho igitambo cy'impongano y'icyaha, indi akayituraho igitambo gitwikwa. Nyuma y'ibyo, imbere y'Uhoraho, umuherezabitambo akorera kuri uwo mugore umuhango wo kumuhanaguraho ubwandu yatewe no kuva amaraso.

31Abayisraheli bazaba baranduye, muzabamenyeshe ko bagomba kugendera kure Ingoro yanjye, kugira ngo batayanduza maze bikababyarira urupfu.»

32Ayo ni yo mategeko yerekeye umugabo wafashwe n'indwara yo kuninda igitsina, uwatakaje intanga,

33cyangwa umugore uri mu mihango y'abakobwa. Mbese ayo mategeko yerekeye umuntu wese wafashwe n'indwara yo kuninda igitsina, hamwe n'umugabo waryamanye n'umugore wanduye.

## Abalevi 16

### Umunsi mukuru w'imbabazi

1Nyuma y'urupfu rw'abahungu babiri ba Aroni bazize gutura Uhoraho ibyotezo bitamukwiriye ,

2Uhoraho nyine abwira Musa, ati «Umenyeshe umuvandimwe wawe Aroni ko atagomba kwinjira mu Ngoro yanjye igihe ashakiye cyose, ngo arenge umubambiko uteganye n'urwicurizo ruri hejuru y'ubushyinguro bw'Isezerano. Ibyo bizamurinda gupfa igihe nzigaragariza mu gicu hejuru y'urwicurizo.

3Dore uko Aroni azitegura mbere yo kwinjira mu Ngoro: azitwaze ikimasa kigenewe guturwaho igitambo cy'impongano y'icyaha, hamwe n'isekurume y'intama igenewe igitambo gitwikwa.

4Azambare ikanzu ntagatifu ikoze muri hariri, amakabutura ya hariri, akenyere umukandara wa hariri, kandi n'umutwe we awuzingurizeho igitambaro cya hariri. Kuko iyo myambaro ari mitagatifu, azayambare amaze kwiyuhagira umubiri wose.

5Nyuma y'ibyo Abayisraheli bazamushyikirize amasekurume abiri y'ihene yo guturwaho igitambo gitwikwa.

6Cya kimasa, Aroni azagituraho igitambo cy'impongano y'icyaha cye, maze yikorereho umuhango uhanagura icyaha, anawukorere ku nzu ye.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[7]Za sekurume z'intama ebyiri, azazishyira imbere y'Uhoraho, ku muryango w'ihema ry'ibonaniro,

[8]maze azikorereho ubufindo, kugira ngo atandukanye igenewe Uhoraho n'ihabwa Azazeli.

[9]Izaba iy'Uhoraho, Aroni azayituraho igitambo cy'impongano y'icyaha.

[10]Naho indi igenewe Azazeli, bazayishyira imbere y'Uhoraho ari nzima, bayikorereho umuhango wo guhanagura ibyaha, maze bayishumurire Azazeli mu butayu.

[11]Cya kimasa, Aroni azagituraho igitambo cy'impongano y'icyaha cye, maze yikorereho umuhango uhanagura icyaha, anawukorere ku nzu ye. Nyuma, icyo kimasa cy'impongano y'icyaha cye, azacyica.

[12]Azafata ku makara yakira ku rutambiro imbere y'Uhoraho, ayuzuze icyotezo; afate n'imibavu ihumura yuzuye amashyi; nuko ibyo byose abijyane inyuma y'umubambiko.

[13]Uwo mubavu azawutwikira imbere y'Uhoraho, maze igicu cy'umwotsi wawo gitwikire urwicurizo ruri hejuru y'ubushyinguro bw'Isezerano.

[14]Azakoza urutoki rwe mu maraso ya cya kimasa, maze aminjagire urwicurizo mu ruhande rw'iburengerazuba; hanyuma ahagarare imbere y'urwicurizo, aruminjagire incuro ndwi akoresheje urutoki.

[15]Azica isekurume y'ihene igenewe igitambo cy'impongano y'icyaha cy'umuryango, maze amaraso yayo ayajyane inyuma y'umubambiko. Nk'uko yagenjeje ya maraso y'ikimasa, andi na yo azayaminjagira urwicurizo ahagaze iruhande rwarwo n'imbere yarwo.

[16]Ingoro na yo azayikoreraho umuhango utuma Abayisraheli bababarirwa ukwivumbura kwabo n'ibicumuro byabo, mbese ibyaha byabo byose. Uko ni ko azagenzereza n'ihema ry'ibonaniro, kuko riba hagati y'abayisraheli b'abanyabyaha.

[17]Igihe umuherezabitambo yinjiye mu Ngoro kugira ngo ayikorere umuhango wo kuyisukura, nta muntu ugomba kuba ari mu ihema ry'ibonaniro, kugeza ubwo wa muherezabitambo nyine asohotse. Iyo akiriyo, akora umuhango wo guhanagura icyaha kuri we ubwe, ku nzu ye, no ku muryango wose w'Abayisraheli.

[18]Nyuma y'ibyo, asohoka yerekeza ku rutambiro ruri imbere y'Uhoraho maze akarukoreraho umuhango wo kurusukura. Afata ku maraso y'ikimasa no ku maraso y'isekurume y'ihene, akayasiga ku mahembe y'urutambiro hirya no hino.

[19]Akoza urutoki muri ayo maraso, maze akaminjagira urutambiro incuro ndwi. Bityo azaba arukijije ubwandure bwose bw'Abayisraheli, rube rusukuwe.

[20]Iyo arangije gusukura Ingoro, n'ihema ry'ibonaniro ryose, n'urutambiro,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

umuherezabitambo amurika ya sekurume y'ihene ikiri nzima.

21 Aroni aramburira ibiganza bye ku mutwe wa ya sekurume y'ihene nzima, maze akayisabiraho imbabazi z'ibyaha byose by'Abayisraheli. Ibicumuro byabo, imyivumbagatanyo, mbese ibyaha byabo byose, abigereka kuri iyo sekurume, maze akayishumurira mu butayu iyobowe n'umuntu ubishinzwe.

22 Iyo sekurume y'ihene yohohana ibyaha byabo byose, ikabijyana mu butayu ahantu hatera. Namara gushumurira iyo sekurume y'ihene mu butayu,

23 Aroni azajye mu ihema ry'ibonaniro, yambure imyambaro ya hariri yambaye yinjira mu Ngoro, maze ayihabike.

24 Aziyuhagirira ahantu hasukuye, maze abone kongera kwambara imyambaro ye isanzwe. Ubwo rero, azasohoka, ature igitambo cye gitwikwa hamwe n'icy'umuryango. Azakora kandi umuhango wo guhanagura icyaha kuri we ubwe, no ku muryango wose.

25 Nyuma y'ibyo, ibinure bya ya matungo yatuweho igitambo cy'impongano y'icyaha, azabitwikira ku rutambiro.

26 Umuntu uzaba yayoboye ya sekurume y'ihene igenewe Azazeli mu butayu, na we azamese imyambaro ye, yiyuhagire mu mazi, maze abone gusubira mu ngando.

27 Cya kimasa na ya sekurume y'ihene byatuweho igitambo cy'impongano n'amaraso yabyo yajyanywe mu Ngoro ngo bayakoreshe umuhango wo gukiza ibyaha, bazabijyane hirya y'ingando, maze, ari impu, inyama cyangwa amayezi babitwike.

28 Uzabitwika na we azamese imyambaro ye, yiyuhagire mu mazi, maze abone gusubira mu ngando.

29 Iri rizababere itegeko ridakuka: Ku munsi wa cumi w'ukwezi kwa karindwi, ari umunyagihugu kavukire cyangwa umunyamahanga ubarimo, mwese muzareke kurya, kandi mwoye kugira umurimo mukora.

30 Koko rero, kuri uwo munsi ni ho bazabakoreraho umuhango wo kubasukura. Ubwo rero, imbere y'Uhoraho, muzaba muhanaguweho ibyaha byanyu byose.

31 Uwo munsi uzababera nk'uw'isabato; ni umunsi w'ikiruhuko, kandi muzirinde kugira icyo murya. Iryo rizababere itegeko ridakuka.

32 Urangiza umuhango wo guhanagura ibyaha, ni umuherezabitambo wasutsweho amavuta yo gusiga, kandi akaba yareguriwe uwo murimo mu kigwi cya se. Aba yambaye imyenda ya hariri mitagatifu,

33 maze agakorera ku Ngoro, ku ihema ry'ibonaniro no ku rutambiro, umuhango wo guhanagura icyaha; azawukorera no ku bandi baherezabitambo no ku iteraniro ryose ry'Abayisraheli.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

34Iryo ni itegeko ridakuka ryerekeye umuhango ugamije guhanagura ibyaha byose by'Abayisraheli. Uwo muhango nyine, ukorwa rimwe mu mwaka.» Abayisraheli bubahirije ibyo Uhoraho yari yarategetse Musa.

## Abalevi 17

### ITEGEKO RYO KUBA INTUNGANE

#### Amategeko yerekeye amaraso

1Uhoraho abwira Musa, ati

2«Itegeko ry'Uhoraho rikurikira uzarimenyeshe Aroni, abahungu be, hamwe n'Abayisraheli bose.

3Hari ubwo umuntu wo mu nzu ya Israheli ashobora kwica ikimasa cy'inkone, umwana w'intama, cyangwa ihene. Iyo abyiciye mu ngando cyangwa inyuma yayo,

4ntabijyane ku muryango w'ihema ry'ibonaniro ngo abiture Uhoraho, ayo maraso aba yamennye aramuhama. Umuntu nk'uwo azacibwe mu muryango we.

5Bityo Abayisraheli, aho guturira amatungo yabo ku gasozi, bazajya bayashyikiriza umuherezabitambo ku muryango w'ihema ry'ibonaniro. Ayo matungo azaniwe Uhoraho rero, bazajya bayamuturaho igitambo cy'ubuhoro.

6Amaraso y'ibyo bitambo, umuherezabitambo, azayaminjagira ku rutambiro rw'Uhoraho ruri imbere y'ihema ry'ibonaniro. Ibinure na byo, umuherezabitambo azabitwika, bibe igitambo gifite impumuro yurura Uhoraho.

7Ibyo bizarinda Abayisraheli kongera kubahiriza za ruhaya zirya zibuyera mu butayu, no kuzitura ibitambo bikojeje isoni. Kuva mu gisekuru kugera mu kindi, ibyo bizababera itegeko ridakuka.

8Uzongere kandi ubabwire uti 'Umuntu wese wo mu nzu ya Israheli cyangwa umunyamahanga ubatuyemo, natura igitambo gitwikwa cyangwa igitambo kindi,

9ntakijyane imbere y'ihema ry'ibonaniro kugira ngo akimurikire Uhoraho, uwo muntu nyine azacibwe mu muryango we.

10Umuntu wese wo mu nzu ya Israheli cyangwa umunyamahanga ubatuyemo nibanywa amaraso, nzabarakarira maze mbace mu muryango wabo.

11Impamvu y'ibyo ni uko ubuzima bw'ikiremwa buba mu maraso yacyo; kandi rero jyewe ayo maraso narayabahaye kugira ngo mukorere ku rutambiro umuhango wo kurokora ubuzima bwanyu.

12Ni yo mpamvu nabwiye Abayisraheli ko nta n'umwe muri bo uzanywa amaraso, yaba umunyagihugu kavukire cyangwa umunyamahanga ubatuyemo.

13Umuntu wese wo mu nzu ya Israheli cyangwa umunyamahanga ubatuyemo nahiga


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

inyamaswa cyangwa inyoni iribwa maze akayica, amaraso yayo azayasuke hasi, ayarenzeho igitaka.

14Impamvu ni uko, igihe cyose ikiremwa kiba kigihagaze, amaraso yacyo aba ari yo buzima bwacyo. Ni cyo gituma nabwiye Abayisraheli ko batazanywa amaraso y'ikiremwa icyo ari cyo cyose, kuko amaraso yacyo aba ari yo buzima bwacyo. Uzayanywa, azacibwe mu muryango we.

15Umuntu wese, yaba umunyagihugu kavukire cyangwa umunyamahanga, narya itungo ryapfuye cyangwa ryatanyaguwe n'inyamaswa zo mu ishyamba, azamese imyambaro ye, yiyuhagire mu mazi kuko aba yanduye kugeza nimugoroba. Hanyuma, azaba asukuwe.

16Utazamesa imyambaro ye, maze ngo yiyuhagire, icyaha cye kizamuhama.'»

## Abalevi 18

### Amategeko yerekeye abafitanye isano

1Uhoraho abwira Musa, ati

2«Dore ibyo uzamenyesha Abayisraheli: Ndi Uhoraho Imana yanyu. Ibyakorwaga mu gihugu cya Misiri mwatuyemo, ntimuzabyigane.

3Ibikorwa mu gihugu cya Kanahani ngiye kubatuzamo na byo, ntimuzabyishinge.

4Ntimuzakurikize amategeko yabo, ahubwo muzafate imico nabatoje, kandi mwubahirize amabwiriza yanjye. Ndi Uhoraho Imana yanyu.

5Muzite ku mategeko yanjye kandi mufate imico yanjye. Umuntu uzubahiriza ibyo, ni we uzagira ubuzima. Ndi Uhoraho.

6Ntihazagire n'umwe muri mwe wegera uwo bafitanye isano kugira ngo baryamane. Ndi Uhoraho.

7Ntuzaryamane na nyoko; kuko kumwambika ubusa byaba ari ukubahuka so, na nyoko wakubyaye.

8Ntuzaryamane na muka so, kuko kumwambika ubusa byaba ari ukubahuka so.

9Ntuzaryamane na mushiki wawe, n'iyo muhuje so cyangwa nyoko gusa, yaba yaravukiye mu nzu yawe cyangwa yaravukiye ahandi.

10Ntuzaryamane n'umwuzukuru wawe, kuko kumwambika ubusa, byaba ari ukwiyubahuka ubwawe.

11Ntuzaryamane n'umwana wa muka so; kuko so aba yaramubyaye, aba ari mushiki wawe nyine.

12Ntuzaryamane na nyogosenge, kuko aba asangiye umubiri umwe na so.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13 Ntuzaryamane na nyoko wanyu, kuko aba asangiye umubiri umwe na nyoko wakubyaye.

14 Ntuzaryamane n'umugore wa so wanyu, kuko waba wubahutse umuvandimwe wa so.

15 Ntuzaryamane n'umukazana wawe, kuko aba ari umugore w'umuhungu wawe, ntuzamwambike ubusa.

16 Ntuzaryamane n'umugore w'umuvandimwe wawe; kuko kumwambika ubusa byaba ari ukubahuka umuvandimwe wawe ubwe.

17 Nuba waryamanye n'umugore, ntuzasambanye umukobwa we; ndetse uzirinde kwegera abuzukuru be kuko baba basangiye umubiri umwe na we. Ubikoze byaba ari ishyano.

18 Umugore wawe naba akiriho, ntuzarongore umukobwa bava inda imwe, kuko wabatera amahari.

19 Umugore uri mu mihango y'abakobwa, aba yanduye, ntimuzaryamane.

20 Ntuzasambane n'umugore wa mugenzi wawe, byagukururira kwandura.

21 Ntuzagire n'umwe mu bana bawe utura Moleki umumutwikira, kandi ntuzasuzugure izina ry'Imana yawe. Ndi Uhoraho.

22 Umugabo ntazaryamane n'undi mugabo nk'uko aryamana n'umugore. Byaba ari ishyano.

23 Ntuzasambanye inyamaswa, byagutera kwandura. Ntihazagire kandi umugore uryamana na yo, byaba ari ukwitesha agaciro.

24 Ntimuzakurikize iyo migenzereze bitazabaviramo kwandura. Ni yo yanduje abanyamahanga nzirukana bakababahunga.

25 Igihugu cyabo cyaranduye, ni yo mpamvu nagihannye, nkaba ngiye kucyirukanamo abaturage bacyo.

26 Mwebwe, ari umunyagihugu kavukire cyangwa umunyamahanga ubatuyemo, muzirinde ayo mahano, maze mwite ku mategeko yanjye kandi mufate imico nabatoje.

27 Igihugu cya Kanahani cyahumanyijwe n'amahano abantu bababanjirijemo bakoze.

28 Mwebwe nimutagihumanya, sinzakibakuramo nk'uko nagenjereje abagituye mbere yanyu.

29 Ariko rero, umuntu wese uzakora na rimwe muri ayo mahano, azacibwe mu muryango we.

30 Muzakurikize amategeko yanjye, mwirinde iyo mico iteye isoni y'abababanjirije,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kugira ngo bitabaviramo kwandura. Ndi Uhoraho Imana yanyu.»

## Abalevi 19

### Uko Imana ishaka ko bayikorera

1Uhoraho abwira Musa, ati

2«Dore ibyo uzamenyesha Abayisraheli: Muzabe intungane, kuko jyewe Uhoraho Imana yanyu ndi intungane.

3Buri muntu muri mwe azubahe se na nyina, kandi yizihize buri cyumweru umunsi wa Sabato. Ndi Uhoraho Imana yanyu.

4Ntimuzayoboke ibigirwamana cyangwa ngo mucure amashusho yabyo. Ndi Uhoraho Imana yanyu.

5Nimutura Uhoraho igitambo cy'ubuhoro, dore uko muzagenza kugira ngo gishimwe:

6Muzakirya umunsi cyatuweho ndetse na bukeye bwaho. Ibyaramuka bisigaye, ku munsi wa gatatu muzabitwike.

7Uwabirengaho akakirya no ku munsi wa gatatu, yaba ariye inyama zanduye. Nta bwo yabishimirwa,

8ndetse ahubwo icyaha cyo kuba yandaritse igitambo cy'Uhoraho, cyamuhama. Uwakora ibyo rero, yacibwa mu muryango we.

9Nimusarura imirima yanyu, mu rubibi rwayo mujye muhasiga; ntimuzasubire inyuma ngo mujye guhumba imbuto zasigayeyo,

10kandi numara gusarura imbuto z'imizabibu yawe, ntuzasubire inyuma ngo uhumbe izasigayemo, ahubwo mujye muzirekera abakene n'abanyamahanga. Ndi Uhoraho Imana yanyu.

11Ntuzibe mugenzi wawe, ntuzamubeshye cyangwa ngo umuhende ubwenge.

12Ntuzarahize izina ryanjye mu binyoma, kuko waba usuzuguye izina ry'Imana yawe. Ndi Uhoraho.

13Ntuzariganye mugenzi wawe cyangwa ngo umwibe; igihembo azaba yakoreye ntuzakirarane utakimuhaye.

14Ntuzatuke igipfamatwi cyangwa ngo ushyire umutego imbere y'impumyi. Nugenza utyo, uzaba wubashye Imana yawe. Ndi Uhoraho.

15Nimuca imanza ntimukaziyobye, ngo mubere umukene cyangwa umukire, ahubwo mujye mukiranura bagenzi banyu mukurikije ubutabera.

16Uzirinde gusebya umuryango uvukamo, kandi ntuzashinje mugenzi wawe icyaha cyamucisha umutwe. Ndi Uhoraho.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17Ntuzagirire umutima mubi umuvandimwe wawe, ariko mugenzi wawe nacumura, ntuzatinye kumuhana kugira ngo hato atazavaho agupfana.

18Uzirinde kwihorera no kugirira inzika abo mu muryango wawe. Ahubwo uzakunde mugenzi wawe nkawe ubwawe. Ndi Uhoraho.

19Muzakurikize amategeko yanjye. Amatungo yawe naba adahuje ubwoko, ntuzayabanguranye. Mu murima wawe, ntuzateremo imbuto ebyiri zinyuranye. Kandi ntuzambare imyenda yaboshywe mu ndodo z'amoko abiri anyuranye.

20Hari ubwo umugabo ashobora kuryamana n'umuja w'inshoreke y'undi mugabo. Iyo uwo mugore atacunguwe cyangwa ngo ahabwe ubwigenge, uwo mugabo baryamanye azaha shebuja w'uwo muja indishyi. Cyakora ariko, nta bwo uwo mugabo azicwa kuko uwo mugore aba atarahawe ubwigenge.

21Uwo mugabo wakoze icyaha ajyana isekurume y'intama ku muryango w'ihema ry'ibonaniro, maze akayitura Uhoraho ho igitambo cy'indishyi y'akababaro.

22Umuherezabitambo yifashisha iyo sekurume y'intama y'igitambo cy'indishyi y'akababaro, maze imbere y'Uhoraho, agakorera kuri uwo mugabo umuhango wo kumuhanaguraho icyaha yakoze. Nyuma y'ibyo, icyaha cye aba akibabariwe.

23Nimugera mu gihugu cya Kanahani, maze mugatera ibiti by'amoko menshi, muzamenye ko imbuto zabyo zizaba zanduye. Ibyo biti bizamara imyaka itatu byanduye, muzirinde kubiryaho.

24Umwaka wa kane nugera, izo mbuto muzaziture Uhoraho mu birori byo kumuhesha ikuzo.

25Mu mwaka wa gatanu, ni ho muzaba mushobora kuzirya. Nimubigenza mutyo, ni ho umusaruro wanyu uzajya wiyongera. Ndi Uhoraho Imana yanyu.

26Ntimuzagire icyo murya kirimo amaraso. Muzirinde kuragura cyangwa gushika.

27Ntuzogoshe uruziga mu mpande z'umusatsi wawe, kandi ntuzakate ubwanwa bwawe bwo mu misaya.

28Nihagira umuntu upfa, ntimuzicishe indasago ku mubiri. Ubundi kandi muzirinde no kwicisha imanzi. Ndi Uhoraho.

29Ntuzagayishe umukobwa wawe umushora mu busambanyi. Ibyo byatuma igihugu cyose cyandura uwo muco mubi maze kikuzuramo ingeso mbi.

30Muzizihize iminsi yanjye ya sabato, kandi mwubahe Ingoro yanjye. Ndi Uhoraho.

31Ntimuziyambaze abazimu cyangwa ngo mubisunge kuko byababiramo kwandura. Ndi Uhoraho Imana yanyu.

32Umutwe wejeje imvi ujye uhaguruka uwubahirize, maze ujye ugirira umukambwe

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

icyubahiro cyinshi. Nugenza utyo ni ho uzaba wubashye Imana yawe. Ndi Uhoraho.

33Umusuhuke naza gutura mu gihugu cyanyu, ntimuzamukandamize.

34Muzamufate nk'umunyagihugu kavukire, mbese nk'aho ari uwo muri mwe. Muzamukunde nkamwe ubwanyu, kuko namwe mwabaye abasuhuke mu gihugu cya Misiri. Ndi Uhoraho Imana yanyu.

35Nimukoresha ibipimo, ari iby'uburebure, ari iby'uburemere cyangwa iby'ubusukanure, ntimuzagire uwo muhuguza.

36Iminzani yanyu hamwe n'amabuye yayo bizajye biba bitabeshya. Nimujya kugira icyo mugera, muzakoreshe akebo cyangwa ikibindi byemewe. Ndi Uhoraho Imana yanyu yabakuye mu gihugu cya Misiri.

37Muzite ku mategeko yanjye yose, muyakurikize, kandi mufate imico yose nabatoje. Ndi Uhoraho.»

## Abalevi 20

### Igihano cy'abasenga Moleki n'abirukira abazimu

1Uhoraho abwira Musa, ati

2Dore ibyo uzamenyesha Abayisraheli: Nihagira uwo muri mwe cyangwa umusuhuke ubana namwe utura Moleki umwe mu bana be, azicwe. Imbaga yose izamutere amabuye, apfe.

3Jyewe, nzarakarira uwo muntu, muce mu muryango we, kuko azaba yatuye Moleki umwe mu bana be, akanduza Ingoro yanjye, kandi agasuzugura izina ryanjye ritagatifu.

4Nihagira Abayisraheli birengagiza uwo muntu uzaba yatuye umwana we Moleki, maze bagatinya kumwica,

5jye nzamurakarira we n'abe bose, hanyuma mbace mu muryango wabo. Uwo muntu, hamwe n'abandi bose bazamukurikiza bakayoboka Moleki, nzabaca mu muryango wabo.

6Umuntu wese uzirukira abazimu maze akabisunga, nzamurakarira muce mu muryango we.

7Nimwitagatifuze rero maze mube intungane, kuko jyewe Uhoraho, ari jye Mana yanyu.

### Ibihano by'abaryamanye kizira

8Muzite ku mategeko yanjye kandi muyakurikize. Ndi Uhoraho ubatagatifuza.

9Bityo rero, umuntu natuka se cyangwa nyina, azicwe. Kubera ko yatutse se na nyina, azaba yihamagariye urupfu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10 Umugabo nasambanya umugore wa mugenzi we, bombi bazicwe; umugabo w'umusambanyi kimwe n'umugore.

11 Umuntu nasambana na muka se; ni nk'aho yakwambitse se ubusa, bombi bazicwe; ni bo bazaba bihamagariye urupfu.

12 Umugabo nasambanya umukazana we, bombi bazicwe; bazaba bitesheje agaciro kandi bihamagariye urupfu.

13 Umugabo naryamana n'undi nk'uko asambana n'umugore, bombi bazicwe kuko bazaba bakoze ishyano. Ni bo bazaba bihamagariye urupfu.

14 Umugabo narongora umukobwa na nyina, bazaba bakoze ishyano, bose uko ari batatu muzabatwike. Bityo, nta shyano nk'iryo rizongera kuba hagati yanyu.

15 Umuntu nasambana n'inyamaswa, muzamwicane na yo.

16 Nihagira umugore wemera inyamaswa ikamusambanya, muzamwicane na yo, ni we uzaba yihamagariye urupfu.

17 Umugabo narongora mushiki we basangiye se cyangwa nyina, maze bombi bakabonana bambaye ubusa, bizaba ari ishyano. Muzakoranya imbaga, maze mubace mu muryango wabo. Uwo mugabo aba yasambanije mushiki we, icyo cyaha cye kiba kigomba kumuhama.

18 Umugabo naryamana n'umugore uri mu mihango y'abakobwa, maze akamwambika ubusa, bombi bazacibwe mu muryango wabo; kubera ko uwo mugabo azaba yambitse ubusa isoko y'amaraso uwo mugore yavaga, n'uwo mugore ubwe akayambika ubusa.

19 Ntuzasambanye nyoko wanyu cyangwa nyogosenge. Uzabikora azaba yambitse ubusa uwo basangiye umubiri umwe; bombi rero, icyo cyaha kizabahama.

20 Umuntu naryamana n'umugore wa se wabo, ni nk'aho ari uwo muvandimwe wa se azaba yambitse ubusa. Nibabikora rero, icyo cyaha kizabahama, maze barinde basaza nta mwana babyaye.

21 Umugabo narongora umugore w'umuvandimwe we, azaba yiyanduje. Ni nk'aho ari mwene se aba yambitse ubusa. Nibabikora rero, bazarinda basaza nta mwana babyaye.

22 Muzubahirize amategeko yanjye, mufate imico nabatoje, kugira ngo ntazabirukana mu gihugu nzabinjizamo ngo mugiture.

23 Ntimuzakurikize amategeko y'abo ngiye kwirukana bakabahunga. Ayo mategeko bakurikizaga ni yo yatumye mbazinukwa

24 maze mwe ndababwira nti 'Ni mwebwe muzatunga igihugu cyabo, gitemba amata n'ubuki, kandi ni jye ukibagabiye ngo mugiture.' Ni jye Uhoraho Imana yanyu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

wabahisemo mu yandi mahanga.

25Mwebwe rero mujye mutandukanya inyamaswa n'inyoni zanduza n'izitanduza, kugira ngo zitazabahumanya. Izo nyoni zanduza n'ibindi byose bijagata ku butaka narabibabwiye kugira ngo mumenye ko bishobora kubahumanya.

26Muzabe abanjye, mube intungane nk'uko jyewe Uhoraho ndi intungane. Nabahisemo mu yandi mahanga yose kugira ngo mube abanjye.

27Muri mwe nihagira umugore cyangwa umugabo utinyuka kuragura cyangwa gushika, bazicishwe amabuye. Koko, ni bo ubwabo bazaba bihamagariye urupfu.»

## Abalevi 21

### Amategeko yerekeye imibereho bwite y'abaherezabitambo

1Uhoraho abwira Musa, ati «Dore ibyo uzamenyesha abaherezabitambo bene Aroni: Ntihazagire umuherezabitambo wegera intumbi y'umuntu wo mu muryango we, kuko byamuviramo kwandura.

2Cyakora uwo mupfu naba ari mwene wabo wa bugufi basangiye umubiri umwe, azamwegere. Ni ukuvuga nyina, se, umuhungu we, umukobwa we, cyangwa umuvandimwe we.

3Mushiki we na we, iyo apfuye akiri isugi, umuherezabitambo ashobora kumwegera akemera akiyanduza, kuko nta wundi mugabo wigeze kumutunga, kandi akaba akiri muri bene wabo ba bugufi.

4Umuherezabitambo ni we mutware mu muryango we, azirinde rero kwiyanduza kuko byamutesha icyubahiro.

5Abaherezabitambo ntibaziyogosheshe amasunzu, ntibaziyogoshe uruziga, cyangwa ngo bicishe indasago ku mubiri.

6Abaherezabitambo bazegurirwa Imana, ni bo bazatura Uhoraho igitambo cy'ibiribwa. Bityo rero, bazahore ari intungane, maze boye gusuzuguza izina ry'Imana yabo.

7Kuko beguriwe Imana, abaherezabitambo bazirinde kurongora umugore w'indaya, uw'icyomanzi cyangwa uwasenzwe n'undi mugabo.

8Umuherezabitambo ni we utura Imana yawe igitambo cy'ibiribwa, ugomba kumenya rero ko ari intungane. Na we kandi azakubere intungane kuko jyewe Uhoraho ndi intungane, kandi ni jye ubatagatifuza.

9Umukobwa w'umuherezabitambo niyitesha agaciro akigira icyomanzi, bazamutwike kuko ari se aba akojeje isoni.

10Umuherezabitambo mukuru, ni we userukira abavandimwe be bose; ni we wasizwe amavuta kandi yemererwa kwambara imyambaro mitagatifu. Kubera izo


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mpamvu rero, ntazatendeze imisatsi ye cyangwa ngo atabure imyambaro ye.

11Ntazagire intumbi n'imwe yegera, n'iyo yaba iya se cyangwa iya nyina, kuko byamuviramo kwandura.

12Kuko yasizwe amavuta, ntazasohoke mu Ngoro y'Uhoraho kugira ngo atayisuzuguza. Ndi Uhoraho.

13Umuherezabitambo mukuru agomba kurongora umukobwa ukiri isugi.

14Azirinde gushaka umupfakazi cyangwa uwasenzwe n'undi mugabo cyangwa umugore wigize icyomanzi akitesha agaciro. Ahubwo azarongore umwari wo mu muryango we.

15Ibyo bizarinda umuryango we kuvukamo abuzukuru bahumanye. Ndi Uhoraho, kandi ni jye ubatagatifuza.»

### Abadashobora kuba abaherezabitambo

16Uhoraho abwira Musa, ati

17«Dore ibyo uzamenyesha Aroni: Umuntu wo mu nkomoko yawe, naba afite ubumuga ku mubiri, azirinde gutura Uhoraho igitambo cy'ibiribwa. Ibyo kandi bizababere itegeko ridakuka kuva mu gisekuruza kugera mu kindi.

18Koko rero, umuntu w'impumyi, ucumbagira, ufite izuru ribwataraye cyangwa amaboko yaremaye,

19uwavunitse akaguru cyangwa akaboko,

20uhetse inyonjo, uwazonzwe, ufite ijisho ry'umuturi, urwaye ubuheri cyangwa amahumane, ufite inturugunyu zamenetse, mbese umuntu wese urangwaho inenge, ntashobora kwegera Uhoraho.

21Nuko rero umuntu wo mu nkomoko y'umuherezabitambo Aroni, naba yaramugaye, ntazature Uhoraho igitambo cy'ibiribwa. Kuko nyine aba ari ikimuga, ntazigore atura Imana ye igitambo cy'ibiribwa.

22Cyakora ibyo biribwa by'Imana ari yo maturo matagatifu, ashobora kubiryaho,

23ariko azirinde kwegera umubambiko cyangwa urutambiro. Abikoze kandi yaramugaye, yaba asuzuguje ingoro yanjye n'ibiyirimo, kuko ari jye Uhoraho ubatagatifuza.»

24Ibyo Musa yabimenyesheje Aroni n'abahungu be, hamwe n'Abayisraheli bose.

## Abalevi 22

### Abatagomba kurya inyama zatuweho igitambo

1Uhoraho abwira Musa, ati


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2«Dore ibyo uzamenyesha Aroni n'abahungu be: Hari igihe bazajya birinda kwegera amaturo Abayisraheli bantura, kugira ngo badasuzuguza izina ryanjye ritagatifu.

3Umuntu wo mu nkomoko yanyu naba arangwaho ubwandure, azirinde kwegera amaturo matagatifu Abayisraheli bantura. Uzabirengaho bazamwigiza kure yanjye. Kuva mu gisekuruza kugera mu kindi, ibyo bizababere itegeko ridakuka. Ndi Uhoraho.

4Umuntu wo mu nkomoko ya Aroni naba arwaye ibibembe cyangwa aninda igitsina, azirinde kurya ku maturo matagatifu mbere y'uko yisukura. Umuntu wese wahumanye agomba kubigenza atyo, yaba uwandujwe no gukora undi wakoze intumbi, yaba uwatakaje intanga,

5cyangwa uwandujwe n'akandi gasimba ako ari ko kose.

6Uwakoze kuri ibyo bintu bihumanya rero, aba yanduye kugeza uwo munsi nimugoroba. Azarya ku maturo matagatifu ari uko amaze kwiyuhagira mu mazi.

7Iyo izuba rirenze, uwo muntu aba asukuwe. Ubwo rero ni ho aba ashobora kurya ku maturo matagatifu kuko ari ibiribwa bye.

8Ntazarye itungo ryipfushije cyangwa ryatanyaguwe n'inyamaswa, kuko byamuviramo kwandura. Ndi Uhoraho.

9Bazakurikize amategeko yanjye kugira ngo ibyo biribwa bitazabakururira icyaha. Nibaramuka babisuzuguye, bazapfa. Ndi Uhoraho ubatagatifuza.

10Umuntu wese utari umuherezabitambo azirinde kurya ibiribwa bitagatifu. Umushyitsi w'umuherezabitambo cyangwa umukozi, na bo ntibazabiryeho.

11Ariko uwo umuherezabitambo azaba yaragabanye amutanzeho ikiguzi cy'ifeza, kimwe n'umugaragu wavukiye mu nzu ye, abo bazashobora kurya kuri ibyo biribwa.

12Umukobwa w'umuherezabitambo narongorwa n'umugabo utari umuherezabitambo, ntazarye ku biribwa bigabanyijwe ku maturo matagatifu.

13Cyakora hari ubwo umukobwa w'umuherezabitambo ashobora gupfakara cyangwa agasendwa n'umugabo nta mwana arabyara. Icyo gihe, iyo agiye kwa se agasubira uko yahoze akiri inkumi, ubwo aba ashobora kurya ku biribwa bya se, n'ubwo nta wundi muri rubanda ubiryaho.

14Nihagira umuntu urya kuri ibyo biribwa bitagatifu atamenye ko bibujijwe, azariha ibingana na byo, yongereho na kimwe cya gatanu cyabyo, maze abihe umuherezabitambo.

15Ntihazagire abasuzuguza ibyo Abayisraheli bagabanya ku maturo yabo bakabigenera Uhoraho.

16Abazarya kuri ayo maturo matagatifu batabigenewe, bazaba bihamije icyaha

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bagomba kwicuza. Ndi Uhoraho ubatagatifuza.»

### Imihango igenewe gutoranya ibitambo

17Uhoraho abwira Musa, ati

18«Dore ibyo uzamenyesha Aroni, abahungu be, hamwe n'Abayisraheli bose: Hari ubwo umuntu wo mu nzu ya Israheli cyangwa umunyamahanga uhatuye yakwifuza gutura Uhoraho igitambo gitwikwa, ari ku bushake bwe cyangwa ari ukubera umuhigo yahize.

19Kugira ngo rero ibyo bitambo mubishimirwe, mujye mutura imfizi itagira inenge iturutse mu bushyo bw'ibimasa, intama cyangwa ihene.

20Muzirinde gutura itungo rifite inenge, nta bwo mwabishimirwa.

21Nanone, hari ubwo umuntu yakwifuza gutura Uhoraho igitambo cy'ubuhoro, ari ku bushake bwe cyangwa ari ukubera umuhigo yahize. Icyo gitambo giturutse mu matungo maremare cyangwa amagufi, kugira ngo cyemerwe kigomba kuba kidafite ubwandu na busa.

22Itungo ryahumanye, iryavunitse, iryataye urugingo, irirwaye ibisebe, ubuheri cyangwa amasekera, mbese irifite inenge iyo ari yo yose, rirabujijwe. Itungo nk'iryo ntimuzirirwe muritura Uhoraho cyangwa ngo muritwikire ku rutambiro kugira ngo rimubere ituro ry'ibiribwa bikongerejwe Uhoraho burundu.

23Itungo rigufi cyangwa rirerire niriba ryararemaye cyangwa ryarazonzwe, ushobora kurituraho igitambo witangiye ku bushake bwawe. Ariko rero icyo gitambo nikiba ari icy'umuhigo wahize, iryo tungo ntirishobora kwemerwa.

24Ntimuzature Uhoraho itungo rifite amabya yahenengeye n'iryayamenetse, cyangwa se iryakonwe n'iryashahuwe. Ibyo rwose ntimuzigere mubikora mu gihugu cyanyu.

25Ntihazagire umunyamahanga ubaha amatungo nk'ayo ngo muyature Uhoraho ho ibiribwa. Kubera ko ayo matungo baba barayakuyeho urugingo, aba afite inenge. Muyatuye rero, nta bwo mwabishimirwa.»

26Uhoraho abwira Musa, ati

27«Inyana, umwana w'intama cyangwa uw'ihene, nibimara kuvuka bizajya bimara iminsi irindwi iruhande rwa nyina. Guhera ku munsi wa munani, ni ho bizaba bishobora guturwa Uhoraho ho igitambo cy'ibiribwa bikongejwe burundu, maze bikemerwa.

28Cyakora, ntimuzice itungo, ari inka, intama cyangwa ihene, maze ngo muryicire umunsi umwe n'umwana waryo.

29Nimutura Uhoraho igitambo cyo kumuhesha ikuzo, dore uko muzabigenza kugira


© 2012, Bible Society of Rwanda.

ngo mugishimirwe:

30 Muzakirya kuri uwo munsi cyose mwoye kugira na gato muraza. Ndi Uhoraho.

31 Muzamenye amategeko yanjye kandi muyakurikize. Ndi Uhoraho.

32 Muzirinde gusuzuguza izina ryanjye ritagatifu, bityo nzaba mbonye ikuzo hagati y'Abayisraheli. Ndi Uhoraho ubatagatifuza.

33 Ndi Uhoraho, wabakuye mu gihugu cya Misiri kugira ngo mbabere Imana.»

## Abalevi 23

### Iminsi mikuru yo muri Israheli–Isabato

1 Uhoraho abwira Musa, ati

2 «Dore ibyo uzamenyesha Abayisraheli: Iminsi mikuru y'Uhoraho nigera, muzajya muhamagaza amakoraniro matagatifu. Ayo makoraniro tuzajya duhuriramo ni aya:

3 Muzajya mumara iminsi itandatu mwikorera imirimo yanyu, ariko uwa karindwi, muwuharire isabato. Aho muzaba mutuye hose, kuri uwo munsi muzahamagaza ikoraniro ritagatifu. Ntimuzagire undi murimo mukora. Ni umunsi w'ikiruhuko, umunsi w'isabato y'Uhoraho.

4 Iminsi mikuru y'Uhoraho ni iyi ikurikira. Kuri iyo minsi yateganijwe kandi, ni ho muzajya muhamagaza amakoraniro matagatifu.

### Pasika n'iminsi irindwi y'imigati idasembuye

5 Mu kabwibwi k'umunsi wa cumi n'ine w'ukwezi kwa mbere, ni Pasika y'Uhoraho.

6 Ku munsi wa cumi n'itanu w'uko kwezi, hatangira iminsi mikuru y'imigati idasembuye, yagenewe Uhoraho. Muzamara iminsi irindwi murya imigati idasembuye.

7 Ku munsi wa mbere muzahamagaza ikoraniro ritagatifu, kandi mwoye kugira umurimo unaniza mukora.

8 Buri munsi muri iyo irindwi, muzatura Uhoraho igitambo cy'ibiribwa bikongejwe burundu. Ku munsi wa karindwi, ni ho muzahamagaza ikoraniro ritagatifu kandi mwoye kugira umurimo unaniza mukora.»

### Umunsi mukuru w'amahundo ya mbere

9 Uhoraho abwira Musa, ati

10 «Dore ibyo uzamenyesha Abayisraheli: Nimumara kugera mu gihugu nabahaye, maze mukeza imyaka, muzazanire umuherezabitambo umuba w'amahundo ya mbere y'umusaruro wanyu.

11 Ku munsi ukurikira Sabato, umuherezabitambo azaturira uwo muba imbere

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

y'Uhoraho kugira ngo muwushimirwe.

12Umunsi muzamurika uwo muba, muzature Uhoraho igitambo gitwikwa cy'umwana w'intama w'umwaka umwe kandi utagira inenge.

13Icyo gitambo kandi kizaherekezwa n'ituro ry'utwibo tubiri tw'ifu ivanze n'amavuta, hamwe n'igitambo giseswa cya kimwe cya kane cy'ikibindi cya divayi. Icyo ni cyo gitambo gikongokeye Uhoraho burundu kandi gifite impumuro imwurura.

14Uwo munsi wo kumurika ituro ry'Imana yanyu nuba utaragera, muzirinde kurya ari imigati, ari amahundo yokeje cyangwa amabisi. Kuva ku gisekuruza kugera ku kindi, iryo rizababere itegeko ridakuka aho muzaba mutuye hose.

### Umunsi mukuru w'isarura

15Kuva ku munsi ukurikira isabato, mbese kuva ku munsi muzaba mwatuye Uhoraho umuba w'amahundo ya mbere, muzatangire kubara ibyumweru birindwi byuzuye.

16Nimugeza ku isabato ya karindwi mubara, umunsi uzakurikiraho uzaba ari uwa mirongo itanu.

17Aho muzaba mutuye hose, muzasanga Uhoraho, mumuture imigati ibiri isembuye kandi ikoze mu ifu yuzuye utwibo tubiri. Uwo ni wo muganura ugomba guhabwa Uhoraho.

18Uretse iyo migati kandi, Uhoraho muzamutura igitambo gitwikwa kigizwe n'ibi bikurikira: ikimasa kimwe, hamwe n'amasekurume y'intama abiri. Icyo gitambo gitwikwa kizaherekezwa n'ituro hamwe n'igitambo giseswa byategetswe. Icyo ni igitambo cy'ibiribwa gikongokeye Uhoraho burundu, kandi bifite impumuro yurura Uhoraho.

19Ubundi kandi hari isekurume y'ihene izaturwaho igitambo cy'impongano y'icyaha, hamwe n'abana b'intama babiri b'umwaka umwe, bakazaba ab'igitambo cy'ubuhoro.

20Ibyo byose, umuherezabitambo azabimurikira Uhoraho, maze ba bana b'intama babiri baherezwe hamwe na ya migati y'umuganura. Ibyo byose kandi ni amaturo matagatifu y'Uhoraho; ni umugabane w'umuherezabitambo.

21Kuri uwo munsi nyine, muzahamagaze ikoraniro ritagatifu, kandi mwoye kugira umurimo unaniza mukora. Kuva mu gisekuruza kugera mu kindi, iryo rizababere itegeko ridakuka aho muzaba mutuye hose.

22Nimusarura imirima yanyu, ku mbibi mujye muhasiga, kandi ntimuzasubire inyuma ngo muhumbe ibyasigayemo. Mujye mubiharira abakene n'abasuhuke. Ndi Uhoraho Imana yanyu.»

### Umunsi wo guhimbaza Uhoraho

23Uhoraho abwira Musa, ati

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo
THE BIBLE SOCIETY OF RWANDA Ps. 119:105 BSR The Bible For All

24«Dore ibyo uzamenyesha Abayisraheli: Ku munsi wa mbere w'ukwezi kwa karindwi, muzajye muruhuka. Ni umunsi w'urwibutso, ukaba kandi uwo guhimbaza Uhoraho mu ikoraniro ritagatifu.

25Icyo gihe muzajya mutura Uhoraho igitambo cy'ibiribwa bikongejwe burundu, kandi mwoye kugira umurimo unaniza mukora.»

### Umunsi mukuru w'imbabazi

26Uhoraho abwira Musa, ati

27«Dore ibyo uzamenyesha Abayisraheli: Umunsi wa cumi w'uko kwezi kwa karindwi, ni umunsi mukuru w'imbabazi. Muzahamagaza ikoraniro ritagatifu, mwirinde kurya, kandi muture Uhoraho igitambo cy'ibiribwa bikongokeye Uhoraho burundu.

28Ntimuzagire umurimo unaniza mukora, kuko ari umunsi mukuru w'imbabazi, ukaba ari na wo mukorerwaho umuhango ubahanaguraho ibyaha imbere y'Uhoraho Imana yanyu.

29Bityo rero, utazasiba kurya ku munsi nk'uwo, azacibwa mu muryango we.

30Uzakora umurimo unaniza ku munsi nk'uwo, na we nzamuca mu muryango we.

31Ntimuzagire umurimo mukora, kandi kuva mu gisekuruza kugera mu kindi, iryo rizababere itegeko ridakuka aho muzaba mutuye hose.

32Uwo munsi, muzirinde kurya. Kuri mwebwe ni nk'umunsi w'isabato, ukaba n'umunsi w'ikiruhuko. Kuva ku mugoroba w'umunsi wa cyenda w'uko kwezi, kugeza ku wundi mugoroba, muzubahirize icyo kiruhuko cy'isabato.»

### Umunsi mukuru w'amahema

33Uhoraho abwira Musa, ati

34«Dore ibyo uzamenyesha Abayisraheli: Umunsi wa cumi n'itanu w'uko kwezi kwa karindwi, ni umunsi mukuru w'amahema. Ni igihe cy'ibirori byo guhesha ikuzo Uhoraho, kigomba kumara iminsi irindwi.

35Ku munsi wa mbere, ntimuzagire umurimo unaniza mukora, ahubwo muzahamagaze ikoraniro ritagatifu.

36Icyo cyumweru cyose, muzakimara mutura Uhoraho buri munsi igitambo cy'ibiribwa bikongejwe burundu. Ku munsi wa munani, muzahamagaza ikoraniro ritagatifu, maze nanone muture Uhoraho igitambo cy'ibiribwa bikongokeye Uhoraho burundu. Kuri uwo munsi ni ho muzasoza ibirori, ntimuzagire rero umurimo unaniza mukora.

37Iyo ni yo minsi mikuru y'Uhoraho. Kuri iyo minsi ni ho muzahamagaza ikoraniro ritagatifu, maze mugatura Uhoraho ibi bikurikira: igitambo cy'ibiribwa bikongokeye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Uhoraho burundu, igitambo gitwikwa cyangwa ibitambo biseswa, mukurikije imihango ya buri munsi.

38Nanone kandi ibyo bizaza bisanga amaturo y'isabato y'Uhoraho, hamwe n'andi maturo asanzwe cyangwa ibitambo mumutura ku bushake bwanyu cyangwa kubera umuhigo mwahize.

39Ku munsi wa cumi n'itanu w'ukwezi kwa karindwi nanone, nimumara gusarura imyaka mu mirima yanyu, muzasanga Uhoraho mu Ngoro ye, ngo mumukorere ibirori by'iminsi irindwi. Umunsi wa mbere n'uwa munani izaba iy'ikiruhuko.

40Mu ntangiriro z'ibyo birori, muzitwaze imbuto ziryoshye cyane, amashami y'imikindo, ay'ibiti bisagambye kandi binini, hamwe n'ingemwe z'imikinga yo ku mugezi, kandi muzamara iminsi irindwi mwishimira imbere y'Uhoraho.

41Buri mwaka muzasanga mutyo Uhoraho kugira ngo mumwizihize mu gihe cy'iminsi irindwi. Ibyo birori bizajya biba mu kwezi kwa karindwi. Kuva mu gisekuruza kugera mu kindi, iryo rizababere itegeko ridakuka.

42Umuyisraheli wese kavukire azamara iminsi irindwi aba mu mahema.

43Uko ibisekuruza bizagenda bisimburana, ibyo bizatuma mwiyibutsa ko igihe nakuraga Abayisraheli mu gihugu cya Misiri nabatuje mu mahema. Ndi Uhoraho, Imana yanyu.

44Nuko rero Musa amenyesha Abayisraheli uburyo bazajya babonana n'Uhoraho mu bihe by'iminsi mikuru.

## Abalevi 24

### Itara ryakirana mu Ngoro

1Uhoraho abwira Musa, ati

2«Tegeka Abayisraheli bakuzanire amavuta arongoroye y'imizeti agenewe ikinyarumuri, kuko amatara yacyo agomba guhora yakirana

3imbere y'umubambiko w'Ubushyinguro bw'Isezerano buri mu ihema ry'ibonaniro. Aroni ni we uzategura ayo matara ku buryo ahora yakirana imbere y'Uhoraho. Kuva mu gisekuruza kugera mu kindi, iryo rizababere itegeko ridakuka.

4Ayo matara, Aroni azayashyira ku kinyarumuri gikoze muri zahabu, maze ajye ahora yakirana imbere y'Uhoraho.

### Umugati w'ituro

5Uzafate agafu, uzatekemo utugati cumi na tubiri, buri kose gakozwe n'ifu yuzuye utwibo tubiri.

6Uzaturambike ku meza ya zahabu, urunda dutandatu dutandatu imbere y'Uhoraho.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Kuri buri kirundo cy'utugati,

7uzanyanyagizaho umubavu uboneye. Ibyo bizakubera urwibutso mu kigwi cy'umugati n'ibiribwa bikongokeye Uhoraho.

8Buri gihe uko isabato itashye, uzajye utereka utwo tugati imbere y'Uhoraho, uzirikana ko ugirira Abayisraheli bose. Iryo ni isezerano rizahoraho iteka.

9Ibyo biribwa bizaba ibya Aroni n'abahungu be. Iyo migati rero, bazayirira ahantu hasukuye kuko kuri bo ari ikintu gitagatifu cyagabanijwe ku biribwa bigenewe Uhoraho. Uwo uzaba umugabane wabo ubuziraherezo.»

### Igihano cy'uwatutse Uhoraho

10Hari umugore w'Umuyisraheli wari ufite umuhungu yabyaranye n'Umunyamisiri. Bukeye uwo muhungu arihandagaza, maze atonganira mu ngando rwagati n'umugabo w'Umuyisraheli kavukire.

11Uwo muhungu yaratinyutse atuka Uhoraho, maze asuzuguza izina rye. Abayisraheli babibonye batyo, bamushyikiriza Musa. Nyina yitwaga Shelomita, umukobwa wa Diviri wo mu nzu ya Dani.

12Abayisraheli rero babaye bakingiranye uwo muhungu, mu gihe bari bategereje icyo Uhoraho abategeka kumukorera.

13Nuko Uhoraho abwira Musa, ati

14«Uwo watukanye musohore mu ngando, maze abamwumvise bose bamuramburire ibiganza ku mutwe. Nyuma y'ibyo ikoraniro ryose rimwicishe amabuye.

15Ubundi kandi, dore ibyo uzamenyesha Abayisraheli: Nihagira umuntu utuka Imana ye, icyo cyaha cye kizamuhama.

16Bityo rero, umuntu uzasuzuguza izina ry'Uhoraho, agomba kwicwa. Yaba umunyamahanga cyangwa umwene gihugu kavukire, ikoraniro ryose rizamwicishe amabuye. Agomba gupfa kuko aba yasuzuguje izina ry'Uhoraho.

17Nihagira umuntu wica undi, na we agomba kwicwa.

18Inyamaswa yo nihagira uyica, azajya yishyura inzima.

19Nihagira umuntu ukomeretsa mugenzi we, na we bazamukomeretse:

20imvune ihorerwe indi, n'ijisho rihorerwe irindi. Mbese ubumuga azaba yateye mugenzi we, na we ni bwo bazamutera.

21Uwishe inyamaswa arayiriha, naho uwishe umuntu, na we agomba gupfa.

22Mwebwe n'abanyamahanga muri kumwe, muzakurikiza amategeko amwe. Ndi Uhoraho, kandi ni jye Mana yanyu.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

23Ibyo rero Musa amaze kubibwira Abayisraheli, uwari watutse izina ry'Uhoraho bamusohoye mu ngando, maze bamwicisha amabuye. Abayisraheli bubahiriza batyo ibyo Uhoraho yari yategetse Musa.

## Abalevi 25

### Umwaka w'isabato

1Uhoraho abwirira Musa ku musozi wa Sinayi, ati

2«Dore ibyo uzamenyesha Abayisraheli: Nimumara kwinjira mu gihugu nabahaye, imirima yanyu muzajya muyiraza mu mwaka w'isabato kugira ngo mushimishe Uhoraho.

3Mu gihe cy'imyaka itandatu, uzaba ushobora kubiba imirima yawe, ukicira imizabibu yawe kandi ugasoroma imbuto zayo.

4Ariko umwaka wa karindwi, icyo gihe ni isabato. Icyo gihe imirima yose igomba kurara kuko ari isabato y'Uhoraho. Muri uwo mwaka, uzirinde gusarura umurima wawe, kwicira imizabibu,

5cyangwa gusarura ibizaba byimejeje nyuma y'umusaruro wa nyuma. Iyo mizabibu yawe uzaba utariciye, niyera imbuto ntuzazisorome. Uwo mwaka ni uw'isabato; imirimo yose igomba guhagarara.

6Cyakora ibizaba byimejeje muri uwo mwaka w'isabato uzabirye, wowe n'abo utunze iwawe, ari abagaragu, abagererwa, abashyitsi, mbese abantu bose bazaba bataha mu nzu yawe.

7Amatungo yawe hamwe n'inyamaswa zo mu ishyamba, na byo bizatungwa n'ibizaba byarimejeje muri icyo gihugu cyawe.

### Umwaka wa Yubile

8Uzahere ku mwaka wa mbere ubara, nugera ku wa karindwi wongere utangire, bityo bityo, maze ubigire incuro ndwi. Nurangiza, icyo gihe cyose uzaba warabaze kizaba kingana n'imyaka mirongo ine n'icyenda.

9Ku munsi wa cumi w'ukwezi kwa karindwi, uzavuze ihembe ryo kwizihiza Uhoraho. Ku munsi mukuru w'imbabazi, ni ho ihembe rizavuga mu gihugu cyanyu cyose.

10Muzatangaze mu gihugu cyanyu ko uwo mwaka wa mirongo itanu ari mutagatifu, kandi ukaba uwo guhimbaza ukubohorwa kw'abaturage bose. Mbese izaba ari yubile yanyu, buri muntu azasange umuryango we, asubire mu isambu ye.

11Uwo mwaka wa mirongo itanu uzaba ari uwa yubile yanyu. Muzirinde kubiba imirima yanyu, kuyisaruramo ibyimejeje, cyangwa gusoroma imbuto zo ku mizabibu izaba itariciwe.

12Kuko uwo mwaka uzaba uwa yubile yanyu, ukazababera umwaka mutagatifu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Muzatungwa n'ibizamera mu mirima.

13Muri uwo mwaka wa yubile, buri muntu muri mwe azasubira mu isambu ye.

14Niba uri umucuruzi, mugenzi wawe akakuguraho ikintu cyangwa ukakimuguraho, uzirinde kumwungukaho. Mbese mwembi ntimuzahendane, muri abavandimwe.

15Nugura isambu na mugenzi wawe, igiciro cyayo kijye gikurikiza umubare w'imyaka ishize yubile ibaye. Na we kandi azajya akwaka ikiguzi akurikije incuro uzasarura uwo murima.

16Niba awuguhereye kuwuhinga imyaka myinshi, igiciro kizaba kinini, niba kandi imyaka ari mike, ikiguzi kizaba gito. Koko rero kugura umurima ni nko kugura umubare w'incuro uzawusaruramo.

17Ntihazagire rero umuntu wungukira kuri mugenzi we. Bityo, muzatinya Imana yanyu. Ndi Uhoraho Imana yanyu.

18Muzubahirize amategeko yanjye, mufate imico nabatoje, ibyo bizatuma mugira amahoro mu gihugu cyanyu.

19Nimugenza mutyo, igihugu kizera imbuto, murye, muhage, kandi mugiture mu mudendezo.

20Ubwo yenda ahari muribaza muti 'Ko mu mwaka wa karindwi tutazabiba ngo dushobore kubona umusaruro, tuzatungwa n'iki?'

21Jyewe mu mwaka wa gatandatu, nzabasenderezaho umugisha wanjye, maze mushobore kweza ibyo muzarya imyaka itatu yose!

22Mu mwaka wa munani, muzashobora kubiba, ariko ubwo muzakomeza gutungwa n'ibyeze mbere kugeza mu mwaka wa cyenda. Mbere y'uko umusaruro wo mu mwaka wa cyenda uboneka, muzakomeza gutungwa n'ibyeze mbere yaho.

### Uburenganzira bwo kugaruza icyaguzwe

23Ubutaka bw'igihugu ni ubwanjye, mwebwe mukirimo nk'abasuhuke cyangwa abashyitsi. Ntihazagire rero ugurisha isambu ye ubutazayisubirana.

24Aho muzaba mutuye hose muri icyo gihugu kizaba icyanyu, mugomba gutanga uburenganzira bwo kugaruza isambu yagurishijwe.

25Hari ubwo umuvandimwe wawe yaba arimo imyenda, bigatuma agurisha igice kimwe cy'isambu ye. Icyo gihe rero, ufite uburenganzira bwo kugaruza iyo sambu, ni ukuvuga mwene wabo wa bugufi, azaza ayigaruze.

26Hari ubwo nanone ushobora kubura umuntu ufite uburenganzira bwo kugaruza ibyawe, ariko wowe ukazabona ibya ngombwa byo kubikora.

27Icyo gihe, uzabara imyaka ishize muguze, umusubize ibihwanye n'igihe cyari

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

gisigaye, maze ukunde usubirane isambu yawe.

28 Ariko wowe niba udafite ibya ngombwa byo kuwugaruza, uwo murima uzakomeza kuba uw'uwawuguze kugeza mu mwaka wa yubile. Icyo gihe nyine ni ho uwo murima uzarekurwa ugasubiranwa na nyirawo.

29 Inzu yo guturamo, iyo iri mu mugi ukikijwe n'inkike z'amabuye, maze umuntu akayigurisha, uburenganzira bwo kuyigaruza bushirana n'uwo mwaka yaguzwemo.

30 Iyo umwaka wose urangiye nta we urayigaruza, iyo nzu itwarwa burundu n'uwayiguze, na we akazayisigira abazamukomokaho. Ndetse n'iyo yubile igeze, iyo nzu iri mu mugi ikikijwe n'inkike z'amabuye, ikomeza kuba iy'uwayiguze.

31 Amazu yo mu nsisiro zidakikijwe n'inkike z'amabuye, muzayafate nk'imirima isanzwe yo mu gihugu. Uburenganzira bwo kuyagaruza ntibugira igihe, kandi iyo umwaka wa yubile ugeze, ararekurwa akagarukira bene yo.

32 Abalevi bazahorana uburenganzira bwo kugaruza imigi yabo n'amazu bafitemo.

33 N'iyo yaba ari undi Mulevi waguze inzu cyangwa umugi by'Abalevi, bigomba kurekurwa mu mwaka wa yubile, bikagarukira bene byo. Impamvu ni uko ayo mazu yo mu migi y'Abalevi aba ari wo mugabane beguriwe hagati y'Abayisraheli.

34 N'imirima ikikije imigi y'abalevi, na yo ntishobora kugurishwa; ni umugabane wabo ubuziraherezo.

35 Umuvandimwe wawe, umusuhuke cyangwa umushyitsi wawe, naba umukene, akageza aho atishoboye, uzamushyigikire, maze na we ashobore kubaho muri mwe.

36 Uzirinde kumuhenda ubwenge ngo umwungukeho, bityo uzatuma abaho iruhande rwawe, kandi unatinye Imana yawe.

37 Numuguriza feza cyangwa ukamuha ibiryo, ntuzamusabe ko akungukira.

38 Ndi Uhoraho Imana yanyu yabakuye mu Misiri kugira ngo mbagabire igihugu cya Kanahani, kandi mbabere Imana.

39 Niba umuvandimwe wawe akurimo umwenda, yabura uko agira akishyira mu maboko yawe, uzirinde kumwicisha akazi nk'umucakara.

40 Ahubwo, uzamukoreshe neza nk'umugererwa cyangwa umushyitsi. Azaba umugaragu wawe kugeza mu mwaka wa yubile.

41 Icyo gihe ni ho we n'abana be bazava iwawe, bagasubira mu muryango wabo, mu isambu ya ba sekuru.

42 Koko rero abo nakuye mu gihugu cya Misiri ni abagaragu banjye. Ntibishoboka rero ko bagurishwa nk'abacakara.

43 Muzirinde kubategekesha igitugu, bityo muzaba mutinye Imana yanyu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

44Nimushaka gutunga abagaragu n'abaja, muzabagure mu bihugu bibakikije.

45Mushobora kandi no gufata bamwe mu bana bo mu miryango y'abasuhuke baje kubaturamo, bakabyarira mu gihugu cyanyu.

46Abo ngabo nimubafata, bazaba ari umugabane wanyu; muzabasigira n'abana banyu babitwarire burundu. Abo ngabo, mushobora kubakoresha ubuziraherezo, ariko muri mwebwe Abayisraheli, ntihazagire utegekesha umuvandimwe we igitugu.

47Hari ubwo umuntu wo mu muryango w'abasuhuke cyangwa umushyitsi uri iwawe yaba akize kuri feza, maze umuvandimwe wawe yabura uko amwishyura imyenda amurimo, akishyira mu maboko ye.

48Icyo gihe, n'iyo yaba yaraguzwe byararangiye, uwo muvandimwe wawe aba afite uburenganzira bwo gucungurwa.

49Umwe mu bo bavukana, nyirarume, mubyara we, cyangwa undi mwene wabo wa bugufi, mbese abo bose baba bashobora kumucungura. Na we kandi ubwe, abonye ibya ngombwa, ashobora kwicungura.

50Icyo gihe rero, yumvikana na shebuja, maze bakabara imyaka iri hagati y'igihe yamwihaye ngo amugure na yubile itaha, maze bakemeza igiciro gihwanye n'iyo myaka yari kuzamukorera. Icyo giciro kigomba kujyana n'igihembo umugererwa afata ku munsi.

51Mu icungurwa rero, imyaka isigaye ngo yubile ibe, niba ari myinshi, azasubiza shebuja igiciro yamuguzeho ariko agabanyeho ibihwanye n'igihe yamukoreye.

52Ariko niba hasigaye igihe gito, bazabara maze amusubize igiciro gihwanye n'imyaka yari ibuzeho.

53Ariko kandi, uko imyaka ishira, ni na ko uwo muntu waguzwe agomba kubona igihembo cye kwa shebuja. Ntimuzihanganire ko bamutegekesha igitugu.

54Umuntu kandi uzaba yarabuze uburyo yacungurwa, umwaka wa yubile nugera, we n'abana be bazabarekura bigenge.

**«Ndi Uhoraho Imana yanyu»**

55Abayisraheli ni abagaragu banjye. Ni jye wabakuye mu gihugu cya Misiri, bagomba rero kuba ari jye gusa babera abagaragu. Ndi Uhoraho Imana yanyu.

## Abalevi 26

1Muzirinde kwihangira ibigirwamana. Ntimuzasenge ibishushanyo cyangwa inkingi z'amabuye. Mu gihugu cyanyu ntimuzahazane amabuye abaje maze ngo muyunamire. Ndi Uhoraho Imana yanyu.

2Muzubahirize isabato zanjye, kandi mwubahe Ingoro yanjye. Ndi Uhoraho.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Uhoraho azaha umugisha abamwumvira

3Muzite ku mabwiriza yanjye, kandi mukurikize amategeko yanjye.

4Nimugenza mutyo, imvura izajya igwira igihe, ubutaka bwanyu burumbuke, kandi n'ibiti byo mu mirima yanyu byere imbuto.

5Mu gihugu cyanyu, muzajya musarura mutararangiza no guhura ibyeze mu mwaka ushize. Nanone kandi ibiba rizajya risanga mugisarura. Muzajya murya amafunguro yanyu muhage, kandi muture mu gihugu cyanyu umudendezo.

6Igihugu cyanyu nzagisenderezamo amahoro, nkirukanemo inyamaswa zigira nabi, bityo mujye musinzira nta nkomyi.

7Inkota ntizongera kwica mu gihugu cyanyu, ahubwo ababisha banyu muzajya mubirukana mubatsembeshe inkota zanyu.

8Batanu muri mwe bazajya bamenesha ababisha ijana, naho ijana bo bameneshe ibihumbi cumi, maze muzabamarishe inkota zanyu.

9Nzabagarukira, mbatere gusagamba maze murumbuke. Nzakomeza Isezerano twagiranye.

10Muzajya mutungwa n'imyaka yaguguye, ndetse mugire n'ubwo muyisohora mu nzu kugira ngo mushobore kubika imishyashya.

11Sinzigera mbarakarira, nzahora ngendana namwe, ndetse nzashyira n'Ingoro yanjye hagati yanyu.

12Nzababera Imana, namwe mumbere umuryango.

13Ndi Uhoraho Imana yanyu yabakuye mu gihugu cy'Abanyamisiri kugira ngo mureke kubabera abacakara. Ni jye wabakuye ku ngoyi yari yarabahese umugongo, mbaha kugendana ishema.

### Uhoraho azavuma abamusuzugura

14Hari ubwo mwakwanga kunyumvira ntimukurikize amabwiriza n'amategeko yanjye,

15mukanga gufata imico nabatoje, bityo mukaba mwishe Isezerano twagiranye.

16Dore rero uko nzabagenzereza nimukora mutyo: Kugira ngo mbakange, nzabahuramo indwara y'ubuhahamuke cyangwa iyo gushishira, maze zibahondobereze amaso n'ubuzima bwanyu bukendere. Muzajya muhingira ubusa, kandi mubibire abanzi banyu birire.

17Nzabakuraho amaso n'umutima, maze abanzi banyu bazabiganzure. Abanzi banyu bazabakandamiza, maze mujye muhunga nta we ubirukanye.

18Nimbaha ibyo bihano ntimunyumvire, noneho nzabikuba incuro ndwi kugira ngo


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mwihane.

19Izo mbaraga zanyu mwiratana, nzazihindura ubusa. Ijuru ryanyu nzarikamya ribe nk'icyuma, naho ubutaka bwo mbuhindure nk'umuringa.

20Muzigorera ubusa muhinga, imirima yanyu nta cyo izongera kwera. Kandi ibiti byo mu gihugu cyanyu ntibizongera gutanga imbuto.

21Nimukomeza kugoma mukanga kunyumvira, ibyo bihano nzabikuba incuro ndwi kugira ngo mwihane.

22Nzabahuramo inyamaswa zo mu ishyamba zibahekure abana, ziyogoze amatungo yanyu, namwe ubwanyu zibatsembe ku buryo nta n'umwe uzatinyuka kunyura mu nzira zanyu.

23Ibyo bihano na byo nimwanga kubyumva mukansuzugura,

24nanjye nzakomeza mbarwanye, ndetse nzabikuba incuro ndwi kugira ngo mbahane.

25Nzabahuramo inkota yo guhorera Isezerano mwishe, maze muhungire mu migi yanyu. Ubwo naho nzabatererereza icyorezo, maze umubisha wanyu abonereho kubatsemba.

26Nzabanyaga imigati mwaryaga, ku buryo abagore cumi bazajya batekera imigati yanyu mu ziko rimwe. Iyo migati bazabazanira na yo bazayipima ku munzani; ntimuzajya muyirya ngo muhage.

27Ibyo byose nimubirengaho, mugakomeza kugoma no kutanyumvira,

28nanjye nzabarwanya ndetse mbarakarire, maze ibyo bihano mbikube incuro ndwi nanone.

29Muzarya abahungu n'abakobwa banyu.

30Ahirengeye muturira ibitambo byanyu hamwe na za nkingi zanyu z'amabuye zeguriwe izuba, byose nzabisenya mbimareho. Muzatuma mbazinukwa, maze intumbi zanyu nzigereke hejuru y'ibimene by'ibigirwamana byanyu.

31Imigi yanyu nzayizimya, amasengero yanyu nzayangize, noye kuzongera guhumurirwa n'imibavu yanyu ukundi.

32Igihugu cyanyu nzakirimbura maze n'abanzi banyu nibaza kugitura batangare.

33Mwebwe ubwo muzaba mwarakwiriye imishwaro mu mahanga yose, kandi na ho nzahababakurikiza inkota. Igihugu cyanyu kizazima, imigi yanyu isigare ari amatongo.

34Muri icyo gihe cy'amakuba, mwe muzaba mwarajyanywe bunyago mu banzi banyu, naho igihugu cyanyu kizaba cyaratereranywe, kizaruhuka kugira ngo cyubahirize isabato zose zitubahirijwe mbere.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

35Koko, muri icyo gihe cy'amakuba, igihugu kizaruhuka, kibe aho kidahingwa, kibonereho kubahiriza isabato zishyura izo kizaba kitararuhutseho igihe mwari mugituye.

36Abo muri mwebwe bazaba bararokotse, bari mu bihugu by'ababisha, nzabakurikirana kugeza ubwo biheba. Akababi nikamanuka ku giti kazajya kabakura umutima biruke nk'abahunga inkota, maze bajye bikubita hasi kandi nta we ubirukanye.

37Bazajya bagwirirana, nk'uko bagwa bahunga inkota kandi nta we ubirukanye. Ntimuzashobora kurwanya abanzi banyu,

38ahubwo muzayogorezwa mu mahanga, maze igihugu cy'abanzi banyu kizabamire.

39Abazarokoka muri mwe bazasereberera mu bihugu by'abanzi bazize ibyaha byabo bikubitiyeho no kwiyongera ku bya ba sekuruza.

### Imana izibuka Isezerano ryayo

40Nyamara abo ngabo bazihamya icyaha cyabo n'icya ba sekuru, maze bemere ko bakoze ishyano bakandwanya.

41Bazumva ko nanjye byandakaje maze nkabacira mu gihugu cy'abanzi. Cyangwa se nanone, umunsi umwe umutima wabo utagenywe uzicisha bugufi maze bemere igihano bahawe.

42Jyewe nzahora nibuka Isezerano nagiranye na Yakobo; nzibuka kandi n'iryo nagiranye na Izaki, sinzibagirwa ndetse n'irindi nagiranye na Abrahamu, maze nzahore nibuka igihugu cyanyu.

43Bityo, muri iyo minsi y'amakuba, igihugu kizaba cyaratereranywe, cyararaye nta we ugihinga, maze kizabonereho kubahiriza isabato zacyo zitubahirijwe mbere. Muri icyo gihe kandi, abo bantu bazajya mu gihano, kuko banze gufata imico nabatoje, bakanasuzugura amategeko yanjye.

44N'ubwo ndetse bazaba baraciriwe mu gihugu cy'abanzi babo, jyeweho nta bwo nzabanga kugeza aho nzasesa Isezerano twagiranye. Ndi Uhoraho Imana yabo.

45Nzabagirira ibambe nibuke Isezerano nagiranye n'abasekuruza babo navanye mu gihugu cya Misiri, amahanga yakangaranye, ari ukugira ngo jyewe Uhoraho, mbabere Imana.»

46Izo ni zo nyigisho, amategeko n'amabwiriza Uhoraho yagejeje ku Bayisraheli, yifashishije Musa, ku musozi wa Sinayi.

## Abalevi 27

### UMUGEREKA: IGICIRO ABAHIZE UMUHIGOBAGOMBA GUTANGA

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1Uhoraho abwira Musa, ati

2«Dore ibyo uzamenyesha Abayisraheli: Hari ubwo umuntu ashobora kugirana umuhigo n'Uhoraho, akamwemerera kuzamwegurira ikiremwamuntu, hanyuma agashaka kugisimbuza feza;

3icyo gihe dore ibiciro azakurikiza: Umugabo uri hagati y'imyaka makumyabiri na mirongo itandatu, bazamutangaho sikeli za feza mirongo itanu zipimye kuri sikeli y'Ingoro.

4Umugore uri hagati y'iyo myaka, we bazamutangaho sikeli mirongo itatu.

5Uri hagati y'imyaka itanu na makumyabiri, niba ari umuhungu bazamutangaho sikeli makumyabiri, naba umukobwa bamutangeho icumi.

6Umwana uri hagati y'ukwezi kumwe n'imyaka itanu, niba ari umuhungu bazamutangaho sikeli eshanu za feza, naba umukobwa bamutangeho eshatu.

7Umuntu ufite imyaka mirongo itandatu cyangwa irenga, niba ari umugabo bazamutangaho sikeli cumi n'eshanu, naba umugore bamutangeho icumi.

8Hari ubwo uwo muntu wahize umuhigo yaba ari umukene, ntashobore kubona igiciro cyateganijwe. Icyo gihe uwo muntu azanira umuherezabitambo cya kiremwamuntu yari yaremereye Uhoraho kumwegurira, maze umuherezabitambo akagena ikiguzi cyo kugisimbuza akurikije ubushobozi bw'uwahize uwo muhigo.

9Hari ubwo itungo na ryo ryateganirizwa guhigura umuhigo. Niba ari rimwe muri ya yandi ashobora guturwa Uhoraho, iryo tungo riba ari ikintu gitagatifu.

10Nta we ushobora kurisimbuza ikindi kintu cyangwa ngo arigurane irindi. Iryiza ntirishobora gusimbura iribi, kimwe n'uko iribi ridasimbura iryiza. Iyo hari ubirenzeho akarigurana irindi, ayo matungo yombi aba ari ibintu bitagatifu.

11Naho ryaba ari itungo ryanduye ryo muri ya yandi adashobora guturwa Uhoraho,

12barizanira umuherezabitambo akaba ari we ugena igiciro cyaryo akurikije ko ari ryiza cyangwa ribi. Icyo gihe kandi icyo umuherezabitambo yemeye ntigisubirwaho.

13Iyo nyir'itungo ashaka kurigombora, yongera kimwe cya gatanu ku giciro cyemejwe.

14Inzu yawe yaba mbi cyangwa nziza, iyo wiyemeje kuyihiguza umuhigo, umuherezabitambo agena igiciro cyayo. Icyo gihe kandi icyo yemeje ntigisubirwaho.

15Ariko nanone, iyo nyirayo ashatse kuyigombora, yongera kimwe cya gatanu ku giciro cyemejwe, maze ikamugarukira.

16Umuntu nashaka kwegurira Uhoraho umurima wo mu isambu ye, igiciro cyawo kizapimirwa ku mbuto bashobora kubibamo. Urugero: aho umuntu ashobora kubiba


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ikigega cy'ingano za bushoki, hazagurwa amasikeli mirongo itanu ya feza.

17Igiciro nk'icyo kizajya gishyirwaho, ari uko uwo murima weguriwe Uhoraho guhera mu mwaka wa yubile.

18Iyo uwo murima weguriwe Uhoraho nyuma ya yubile, umuherezabitambo yemeza igiciro cyawo akurikije imyaka isigaye kugira ngo indi yubile ibe. Ubwo rero ni ukuvuga ko igiciro cyagenwe kigomba kugabanuka.

19Nanone kandi, iyo nyiri uwo murima ashaka kuwugomboza, yongera kimwe cya gatanu ku giciro cyemejwe n'umuherezabitambo, maze ukamugarukira.

20Ariko rero, iyo awugurishije n'undi muntu, atarawugombora, ntaba akiwugaruje ukundi.

21Ahubwo iyo yubile igeze, aho kugira ngo umugarukire, uhinduka ikintu gitagatifu kimwe n'indi mirima yose yeguriwe Uhoraho burundu. Icyo gihe rero, uwo murima uba umugabane w'umuherezabitambo.

22Hari ushobora kwegurira Uhoraho umurima yiguriye utari uwo mu isambu y'abasekuruza be.

23Icyo gihe, umuherezabitambo abara igihe gisigaye ngo yubile igere, maze yagena igiciro, kigatangwa uwo munsi kuko ari ikintu gitagatifu cy'Uhoraho.

24Iyo umwaka wa yubile ugeze, uwo murima usubizwa uwo bawuguzeho, ari na we uwufiteho umurage w'abasekuruza.

25Igiciro cyose kizajya kigurwa amasikeli y'Ingoro. Sikeli imwe kandi ingana na gera makumyabiri.

26Birumvikana ko nta muntu ushobora kwegurira Uhoraho icyavutse uburiza mu matungo ye, kuko bisanzwe bizwi ko ari icy'Uhoraho. Cyaba icyo mu matungo maremare cyangwa amagufi, ni umugabane w'Uhoraho.

27Iyo ari itungo ryahumanye ugashaka kurigombora, wongera kimwe cya gatanu ku giciro cyagenwe n'umuherezabitambo. Naho iryo tungo iyo utarigomboye, rigurishwa ku giciro cyagenwe.

28Byongeye, ikintu utunze iwawe, yaba umuntu, itungo cyangwa umurima, iyo ucyeguriye Uhoraho burundu, ntuba ugishoboye kukigurisha cyangwa kukigombora. Bene icyo kiba ari ikintu gitagatifu cy'Uhoraho.

29Umuntu na we, iyo yeguriwe Uhoraho burundu, ntashobora kugombozwa, ahubwo aricwa.

30Ituro rya kimwe cy'icumi mugabanya ku myaka y'imirima yanyu no ku mbuto z'ibiti, riba ari umugabane w'Uhoraho. Ni ikintu gitagatifu kigenewe Uhoraho.

31Iyo ushaka kugira icyo ugombora kiri muri iryo turo, wongera kimwe cya gatanu


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ku giciro cyagenwe.

32Naho ku byerekeye amatungo yawe maremare cyangwa amagufi, uzegurira
Uhoraho rimwe ku icumi, urishyireho ikimenyetso.

33Yaba meza, yaba mabi, ayo matungo ntashobora kuguranwa, ngo rimwe risimbure
irindi. Iyo babirenzeho bakayagurana, yombi aba ari ibintu bitagatifu. Ayo matungo
nta we ushobora kuyagomboza.»

34Ayo ni yo mategeko Uhoraho yahereye Musa ku musozi wa Sinayi, kugira ngo
ayamenyeshe Abayisraheli.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Ibarura 1

### ABAYISRAHELI BITEGURA KUVA KURI SINAYI

**Ibarura rya mbere ry'umuryango wa Israheli**

1Ku wa mbere w'ukwezi kwa kabiri kw'umwaka wa kabiri, Abayisraheli bavuye mu gihugu cya Misiri, Uhoraho abwirira Musa mu butayu bwa Sinayi, mu ihema ry'ibonaniro ati

2«Mukore ibarura ry'imbaga yose y'Abayisraheli. Mujye muri buri muryango , no muri buri nzu,

3maze mubare abantu bose bafite imyaka makumyabiri n'abayirengeje kandi bashoboye kujya ku rugamba. Wowe na Aroni muzababarure mukurikije imitwe y'ingabo zabo.

4Muzifashishe umuntu umwe wa buri muryango, mbese usanzwe ari umutware w'inzu y'iwabo.

5Dore amazina y'abo bantu muzifashisha: kwa Rubeni ni Elisuri mwene Shedewuri;

6kwa Simewoni ni Shelumiyeli mwene Shurishadayi;

7kwa Yuda ni Nahashoni mwene Aminadabu;

8kwa Isakari ni Netaneli mwene Suwari;

9kwa Zabuloni ni Eliyabu mwene Heloni;

10naho muri bene Yozefu: kwa Efurayimu ni Elishama mwene Amihudi no kwa Manase ni Gamaliyeli mwene Pedasuri;

11kwa Benyamini ni Abidani mwene Gidewoni;

12kwa Dani ni Ahiyezeri mwene Amishadayi;

13kwa Asheri ni Pagiyeli mwene Okrani;

14kwa Gadi ni Eliyasafu mwene Dewuyeli;

15kwa Nefutali ni Ahira mwene Eyinani.»

16Ngabo abari bahagarariye imbaga ari na bo bakuru b'imiryango ya ba sekuruza, bakaba abagaba b'ingabo za Israheli.

17Musa na Aroni rero bafata abo bantu batoranijwe, maze babagira ibisonga byabo.

18Ubwo Musa na Aroni bakoranya imbaga yose, ku wa mbere w'ukwezi kwa kabiri, nuko Abayisraheli batangira umwirondoro w'ibisekuruza byabo muri buri muryango na buri nzu. Bagendaga babara amazina y'abagabo bose bafite imyaka

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

makumyabiri n'abayirengeje umwe umwe.

19Mbese nk'uko Uhoraho yari yarabitegetse Musa, ababarurira mu butayu bwa Sinayi.

20Bamaze kubarura bene Rubeni, imfura ya Israheli, mu mazina y'abagabo bose bafite imyaka makumyabiri n'irenga, kandi bashobora kujya ku rugamba,

21mu mazu no mu miryango ya Rubeni yose, basanze ari 46,500.

22Bene Simewoni: bamaze kubarura amazina y'abagabo bose bafite imyaka makumyabiri n'irenga, kandi bashoboye kujya ku rugamba,

23mu mazu no mu miryango ya Simewoni yose, basanze ari 59,300.

24Bene Gadi: bamaze kubarura amazina y'abagabo bose bafite imyaka makumyabiri n'irenga, kandi bashoboye kujya ku rugamba,

25mu mazu no mu miryango ya Gadi yose, basanze ari 45,650.

26Bene Yuda: bamaze kubarura amazina y'abagabo bose bafite imyaka makumyabiri n'irenga, kandi bashobora kujya ku rugamba,

27mu mazu no mu miryango ya Yuda yose, basanze ari 74,600.

28Bene Isakari: bamaze kubarura amazina y'abagabo bose bafite imyaka makumyabiri n'irenga, kandi bashobora kujya ku rugamba,

29mu mazu no mu miryango ya Isakari yose, basanze ari 54,400.

30Bene Zabuloni: bamaze kubarura amazina y'abagabo bose bafite imyaka makumyabiri n'irenga, kandi bashobora kujya ku rugamba,

31mu mazu no mu miryango ya Zabuloni yose, basanze ari 57,400.

32Naho bene Yozefu: kwa Efurayimu, bamaze kubarura amazina y'abagabo bose bafite imyaka makumyabiri n'irenga, kandi bashoboye kujya ku rugamba,

33mu mazu no mu miryango ya Efurayimu yose, basanze ari 40,500.

34Kwa Manase: bamaze kubarura amazina y'abagabo bose bafite imyaka makumyabiri n'irenga, kandi bashobora kujya ku rugamba,

35mu mazu no mu miryango ya Manase yose, basanze ari 32,200.

36Bene Benyamini: bamaze kubarura amazina y'abagabo bose bafite imyaka makumyabiri n'irenga, kandi bashobora kujya ku rugamba,

37mu mazu no mu miryango ya Benyamini yose, basanze ari 35,400.

38Bene Dani: bamaze kubarura amazina y'abagabo bose bafite imyaka makumyabiri n'irenga, kandi bashobora kujya ku rugamba,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

39mu mazu no mu miryango ya Dani yose, basanze ari 62,700.

40Bene Asheri: bamaze kubarura amazina y'abagabo bose bafite imyaka makumyabiri n'irenga, kandi bashobora kujya ku rugamba,

41mu mazu no mu miryango ya Asheri yose, basanze ari 41,500.

42Bene Nefutali: bamaze kubarura amazina y'abagabo bose bafite imyaka makumyabiri n'irenga, kandi bashobora kujya ku rugamba,

43mu mazu no mu miryango ya Nefutali yose, basanze ari 53,400.

44Iyo ni yo mibare y'ababaruwe na Musa na Aroni, na ba batware cumi na babiri uko bagiye bava muri buri muryango wa Israheli.

45Umubare w'abari bagejeje bose ku myaka makumyabiri n'irenga, kandi bashoboye kujya ku rugamba, uko bagiye babarurwa mu mazu yabo yo kwa sekuruza,

46ni 603.550.

47Cyakora abo mu muryango wa Levi, nk'uko basanzwe ari igihumbi cy'umuryango, ntibabaruriwe hamwe n'abandi.

### Abalevi bashingwa umurimo wihariye

48Uhoraho abwira Musa, ati

49«Umuryango wa Levi wonyine ntuzawubare, kandi ntuzawubarure hamwe n'abandi Bayisraheli.

50Ahubwo Abalevi uzabashinge imirimo yo mu Ngoroy'Ubushyinguro bw'Isezerano, n'ibijyana na yo, n'ibikoresho byayo byose. Bazayiheka, yo n'ibyayo byose, bayiteho, kandi bazagandike bayikikije.

51Ingoro y'Uhoraho nijya guhaguruka, Abalevi bazayiremura, maze nihagarara bayiremekanye. Nihagira utari uwo muri bo uhegera, azicwe.

52Abayisraheli bazagandike buri wese mu ngando ye, hafi y'ibendera rye, bakurikije imitwe y'ingabo.

53Abalevi bonyine bazagandika hirya no hino y'Ingoro y'Ubushyinguro bw'Isezerano, maze bazayiteho. Ibyo bizatuma uburakari bw'Uhoraho butagurumanira Abayisraheli.»

54Abayisraheli bagenza batyo; bakora ibyo Uhoraho yari yategetse Musa byose.

## Ibarura 2

### Umwanya wa buri muryango mu ngando

1Uhoraho abwira Musa na Aroni, ati

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2«Buri Muyisraheli azagandike mu mutwe w'ingabo we, hafi y'ibendera ry'inzu akomokamo. Abayisraheli kandi bazagandika berekeye ihema ry'ibonaniro, ariko boye kuryegera cyane.

3Abazagandika imbere y'abandi iburasirazuba, ni imitwe y'ingabo zo mu ngando ya Yuda. Umutware wa bene Yuda ni Nashoni mwene Aminadabu;

4umutwe w'ingabo ze ukabamo abagabo 74,600.

5Abazashinga ingando iruhande rwe, ni umuryango wa Isakari hamwe n'uwa Zabuloni. Umutware wa bene Isakari ni Netaneli mwene Shuwari,

6kandi umutwe w'ingabo ze ukabamo abagabo 54,400.

7Umutware wa bene Zabuloni ni Eliyabu mwene Heloni,

8kandi umutwe w'ingabo ze ukabamo abagabo 57,400.

9Abantu bari muri iyo mitwe y'ingabo uko ari itatu yo mu ngando ya Yuda, bose hamwe ni 186.400. Abo rero ni bo bazafata iya mbere mu rugendo.

10Imitwe y'ingabo yo mu ngando ya Rubeni izaherera mu majyepfo. Umutware wa bene Rubeni ni Elishuri mwene Shedewuri,

11kandi umutwe w'ingabo ze ukabamo abagabo 46,500.

12Abazashinga ingando iruhande rwe ni umuryango wa Simewoni hamwe n'uwa Gadi. Umutware wa bene Simewoni ni Shelumiyeli mwene Shurishadayi,

13kandi umutwe w'ingabo ze ukabamo abagabo 59,300.

14Umutware wa bene Gadi ni Eliyasafu mwene Rewuyeli,

15kandi umutwe w'ingabo ze ukabamo abagabo 45,650.

16Abantu bari muri iyo mitwe y'ingabo uko ari itatu yo mu ngando ya Rubeni, bose hamwe ni 151.450. Abo rero ni bo bazajya bahaguruka aba kabiri.

17Nyuma hazagenda ihema ry'ibonaniro rikurikirwe n'inteko y'Abalevi izaba iri hagati y'izindi nteko. Muzagende mukurikije uko muri mu ngando, buri wese mu mwanya we, inteko imwe inyuma y'indi.

18Imitwe y'ingabo yo mu ngando ya Efurayimu izaherera mu burengerazuba. Umutware wa bene Efurayimu ni Elishama mwene Amihudi,

19kandi umutwe w'ingabo ze ukabamo abagabo 40,500.

20Abazashinga ingando iruhande rwe, ni umuryango wa Manase hamwe n'uwa Benyamini. Umutware wa bene Manase ni Gamaliyeli mwene Pedashuri,

21kandi umutwe w'ingabo ze ukabamo abagabo 32,200.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22Umutware wa bene Benyamini ni Avidani mwene Gidewoni,

23kandi umutwe w'ingabo ze ukabamo abagabo 35,400.

24Abantu bari muri iyo mitwe y'ingabo uko ari itatu yo mu ngando ya Efurayimu,
bose hamwe ni 108.100. Abo ni bo bazajya bahaguruka aba gatatu.

25Imitwe y'ingabo yo mu ngando ya Dani, izaherera mu majyaruguru. Umutware wa
bene Dani ni Ahiyezeri mwene Amishadayi,

26kandi umutwe w'ingabo ze ukabamo abagabo 62,700.

27Abazashinga ingando iruhande rwe ni umuryango wa Asheri hamwe n'uwa
Nefutali. Umutware wa bene Asheri ni Pagiyeli mwene Okrani,

28kandi umutwe w'ingabo ze ukabamo abagabo 41,500.

29Umutware wa bene Nefutali ni Ahira mwene Eyinani,

30kandi umutwe w'ingabo ze ukabamo abagabo 53,400.

31Abantu bari muri iyo ngando ya Dani ni 157.600. Bazajya bahaguruka aba nyuma,
buri mutwe w'ingabo inyuma y'uwundi.

32Ngabo rero abana ba Israheli uko babaruriwe mu mazu yabo; umubare rusange
w'ingabo zose zabaruriwe mu ngando no mu mitwe yazo ni 603.550.

33Cyakora Abalevi, nk'uko Uhoraho yari yabitegetse Musa, ntibashyizwe muri iryo
barurwa ry'Abayisraheli.

34Ibyo, Abayisraheli barabyubahirije, bakurikiza ugushaka kw'Uhoraho, ari mu guca
ingando, ari no mu guhaguruka, buri wese akurikije umuryango we n'inzu
akomokamo.

## Ibarura 3

### Imirimo y'Abalevi

1Dore urubyaro rwa Aroni n'urwa Musa, igihe Uhoraho avuganiye na Musa ku musozi
wa Sinayi.

2Dore kandi amazina ya bene Aroni: imfura ni Nadabu, hanyuma Avihu, Eliyazari na
Itamari.

3Ngayo amazina ya bene Aroni, abaherezabitambo basutsweho amavuta y'isigwa
maze begurirwa umurimo w'ubuherezabitambo.

4Nadabu na Avihu bapfiriye mu butayu bwa Sinayi imbere y'Uhoraho kuko bari
bamutuye ibyotezo bitamukwiye; bapfa nta gahungu basize. Eleyazari na Itamari
rero, ni bo bakoreraga mu maso ya se Aroni umurimo w'ubuherezabitambo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Uhoraho abwira Musa, ati

6«Igiza hino Abalevi, maze ubashyikirize umuherezabitambo Aroni, kugira ngo bazajye bamufasha.

7Bazamukorera we n'imbaga yose mu ihema ry'ibonaniro, kandi banatunganye imirimo yose y'Ingoro.

8Bazita ku bikoresho byose by'ihema ry'ibonaniro, baserukire Abayisraheli mu itunganya ry'imirimo yerekeye Ingoro.

9Abalevi uzashyikiriza Aroni n'abahungu be, bazaba babahawe burundu, babe mu cyimbo cy'abandi Bayisraheli bose.

10Aroni n'abahungu be, uzabegurire imirimo yose y'ubuherezabitambo; utari uwo muri bo akabivangamo, azicwe.»

11Uhoraho abwira Musa, ati

12«Jyewe ubwanjye nitoreye bene Levi mu Bayisraheli bose, ngo babe ingurane z'uburiza bwose bwavutseho imbyaro ya mbere ku Bayisraheli. Abalevi ndabiyeguriye.

13Kuko icyitwa uburiza cyose ari icyanjye: kuva umunsi nishe icyitwa uburiza cyose mu gihugu cya Misiri, ubwo niyeguriye icyitwa uburiza cyose muri Israheli, ari uburiza bw'abantu cyangwa bw'amatungo. Ni ubwanjye. Ndi Uhoraho!»

### Abalevi babarurwa ubwa mbere

14Uhoraho abwirira Musa mu butayu bwa Sinayi, ati

15«Barura Abalevi ukurikije imiryango yabo n'amazu yabo. Uzabarura Abalevi bose b'igitsinagabo, kuva ku ruhinja rw'ukwezi kumwe.»

16Musa rero ababarura akurikije itegeko ry'Uhoraho nk'uko yari yabibwirijwe.

17Dore rero amazina ya bene Levi: Gerishoni, Kehati, na Merari.

18Bene Gerishoni, ukurikije amazu yabo, ni Libini na Shimeyi.

19Bene Kehati, ukurikije amazu yabo, ni Amuramu, Yisehari, Heburoni, na Uziyeli.

20Bene Merari, ukurikije amazu yabo, ni Mihali na Mushe. Ngayo amazu y'Abalevi, uko babaruwe mu miryango yabo.

21Abakomoka kuri Gerishoni ni inzu y'Abalibini n'iy'Abashimeyi. Ayo ni yo yari amazu y'Abagerishoni.

22Ab'igitsinagabo bose hamwe uhereye ku ruhinja rw'ukwezi kumwe, umubare wabo ugera ku 7,500.

23Amazu y'Abagerishoni yagandikaga inyuma y'Ingoro mu burengerazuba.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

24Umutware w'umuryango w'Abagerishoni yari Eliyasafu mwene Layeli.

25Mu ihema ry'ibonaniro, bene Gerishoni bari bashinzwe ibi bikurikira: Ingoro, ihema ry'ibonaniro,

26imyenda n'umubambiko byo ku irembo ry'urugo rukikije Ingoro n'urutambiro, hamwe n'imigozi yakenerwaga mu mirimo yose yo kubaka Ingoro y'Uhoraho.

27Abakomokaga kuri Kehati ni inzu y'Abamuramu, iy'Abahisehari, iy'Abaheburoni, n'iy'Abahuziyeli. Ayo ni yo yari amazu y'Abakehati.

28Ab'igitsinagabo bose, ubaze guhera ku ruhinja rw'ukwezi kumwe, bari 8,600. Bose kandi bari bashinzwe imirimo yo mu Ngoro.

29Amazu y'Abakehati yagandikaga iruhande rw'Ingoro, mu majyepfo.

30Umutware w'umuryango w'Abakehati yari Elisafani mwene Uziyeli.

31Bari bashinzwe ibi bikurikira: ubushyinguro, ameza, ikinyarumuri, intambiro n'ibikoresho by'imihango y'Ingoro, hamwe n'umubambiko n'imirimo yose yo kubaka Ingoro.

32Umutware w'ikirenga w'Abalevi, ni Eleyazari mwene Aroni, umuherezabitambo. Ni we wategekaga abagabo bakoraga mu Ngoro.

33Abakomokaga kuri Merari, ni inzu y'Abamihali n'iy'Abamushe. Ayo ni yo yari amazu ya Merari.

34Abamerari b'igitsinagabo bose, ubaze guhera ku ruhinja rw'ukwezi kumwe, bari 6,200.

35Amazu y'Abamerari yagandikaga iruhande rw'Ingoro, mu majyaruguru. Umutware w'Abamerari ni Suriyeli mwene Avihayili.

36Abamerari bari bashinzwe ibi bikurikira: inkomanizo z'Ingoro, imbariro zayo, inkingi zayo, n'ibitereko byazo, hamwe n'ibigendana na byo byose, n'imirimo yose yo kubishinga.

37Bari bashinzwe kandi inkingi zose z'inkike izengurutse ingombe, inshingiriro zayo, hamwe n'imiganda yayo n'injishi zabyo.

38Abagandikaga imbere y'Ingoro, iburasirazuba, ni ukuvuga imbere y'ihema ry'ibonaniro, ni Musa, Aroni n'abahungu be. Ni bo bakoraga imihango yo mu Ngoro, mu izina ry'Abayisraheli. Iyo hagira utari uwo muri abo uhegera, yari kwicwa.

39Umubare w'Abalevi bose uko babaruwe mu mazu yabo na Musa na Aroni, ku itegeko ry'Uhoraho, ni 22,000. Abalevi bose b'igitsinagabo, ubaze uhereye ku ruhinja rw'ukwezi kumwe, ni uko banganaga.

**Uhoraho yiyegurira Abalevi mu mwanya w'abana b'uburiza**

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

40 Uhoraho abwira Musa, ati «Ubarure abana b'uburiza bose b'igitsinagabo b'Abayisraheli. Uhere ku mpinja z'ukwezi kumwe, maze urondore amazina yabo.

41 Uzanzigamire Abalevi mu mwanya w'abana b'uburiza b'Abayisraheli. Ndi Uhoraho. Uzanzigamire kandi n'amatungo y'Abalevi mu mwanya w'uburiza bw'amatungo ya Israheli.»

42 Nk'uko Uhoraho yari yabimutegetse, Musa abarura abana b'uburiza b'Abayisraheli.

43 Abana b'uburiza b'igitsinagabo; abandikiwe amazina bahereye ku mpinja z'ukwezi kumwe, bose bari 22,273.

44 Uhoraho abwira Musa, ati

45 «Ufate Abalevi mu mwanya w'abana b'uburiza b'Abayisraheli, amatungo y'Abalevi na yo uyafate mu mwanya w'amatungo y'Abayisraheli: Abalevi ni abanjye; ndi Uhoraho.

46 Kugira ngo bariya bana b'uburiza 273 barenga ku mubare w'Abalevi bacungurwe,

47 uzahabwe kuri buri muntu, amasikeli atanu apimiye kuri sikeli y'Ingoro ifite uburemere bwa gera makumyabiri.

48 Iyo feza uzayiha Aroni n'abahungu be, ibe ikiguzi cy'ugucungurwa kwa ba bana b'uburiza barenga ku mubare w'Abalevi.»

49 Musa yakira iyo feza y'incungu, ayiherewe ba bana basagukaga ku mubare w'abana b'uburiza bacunguwe n'Abalevi.

50 Iyo feza yatangiwe abana b'uburiza b'Abayisraheli, yanganaga n'amasikeli y'Ingoro 1,365.

51 Nk'uko Uhoraho yari yabitegetse, Musa ashyikiriza Aroni n'abahungu be, iyo feza y'incungu, nk'uko Uhoraho yari yabimubwirije.

## Ibarura 4

### Umurimo wa buri nzu y'Abalevi: Bene Kehati

1 Uhoraho abwira Musa na Aroni, ati

2 «Muri bene Levi, mubarure abahungu ba Kehati mukurikije amazu yabo n'imiryango yabo,

3 mubare abantu bose bafite imyaka mirongo itatu kugeza kuri mirongo itanu, bagomba gutunganya imirimo yo mu ihema ry'ibonaniro.

4 Umurimo w'Abakehati mu ihema ry'ibonaniro, ni ukwita ku bikoresho bitagatifu.

5 Ingando nijya guhaguruka, Aroni n'abahungu be bazamanura umwenda w'umubambiko, maze bawutwikirize ubushyinguro bw'Isezerano.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[6]Hejuru yabwo bazarenzeho uruhu rw'ibihura, byose babisesureho umwenda w'umuhemba, hanyuma bafunge imijishi y'ubushyinguro mu bifunga byayo.

[7]Ameza y'umumuriko bazayasanzureho umwenda w'umuhemba, maze bazagerekeho amasahani, ibiyiko n'ibikopo, hamwe n'udukombe tujyamo amazi y'icyuhagiro. Hejuru y'ayo meza hazaba hari umugati utazigera ubura.

[8]Hejuru y'ibyo byose, bazagerekaho umwenda w'ibara rya nyirakayanja maze boroseho uruhu rw'ibihura, hanyuma bakanyage imijishi y'ameza mu bifunga byayo.

[9]Bazende umwenda w'umuhemba, bawuzingurize ku kinyarumuri, maze utwikire amatara yacyo, n'ibihanaguzo byacyo, n'icyotezo cyacyo, hamwe n'iminoga y'amavuta bagicanisha.

[10]Icyo gitereko cy'amatara hamwe n'ibigendana na cyo byose, bazabizingira mu ruhu rw'ibihura, maze babishyire mu ngobyi.

[11]Urutambiro rwa zahabu, bazaruramburaho umwenda w'umuhemba, barworose uruhu rw'ibihura, hanyuma bakanyage imijishi mu bifunga byayo.

[12]Ibikoresho byose byo mu mihango y'Ingoro, bazabirambika ku mwenda w'umuhemba, babitwikirize uruhu rw'ibihura, hanyuma babishyire mu ngobyi.

[13]Urutambiro, bazaruhunguraho ivu, barutwikirize umwenda w'umuhemba,

[14]maze bawugerekeho ibikoresho byose birugenewe: ibyuma byo kwatsa umuriro, ibitiyo byo kuyora amakara n'ivu, mbese ibikoresho byose by'urutambiro. Nyuma rero bazoroseho uruhu rw'ibihura, maze bakanyage imijishi y'urutambiro mu bifunga byayo.

[15]Ingando nihaguruka, Aroni n'abahungu be bazaba barangije gutwikira Ingoro n'ibikoresho byayo byose, maze bene Kehati baze bayiheke. Ntibazakore ku Ngoro kuko byababiramo gupfa. Ngibyo ibyo bene Kehati bashinzwe kwikorera mu ihema ry'ibonaniro.

[16]Eleyazari mwene Aroni umuherezabitambo, ashinzwe amavuta y'igitereko cy'amatara, imibavu itwikwa, ituro rihoraho, hamwe n'amavuta y'isigwa. Ashinzwe kandi kwita ku Ngoro n'ibiyirimo byose.»

[17]Uhoraho abwira Musa na Aroni, ati

[18]«Amazu ya bene Kehati, uzayarinde gucibwa mu bandi Balevi.

[19]Ahubwo muzabagenzereze mutya kugira ngo igihe bazegera ahantu hatagatifu rwose, bazarokoke be kuzapfa: Aroni n'abahungu be bazahagarika buri Mukehati iruhande rw'umuzigo we, hafi y'icyo agomba kwikorera.

[20]Bityo ntibazaze kurebera Ingoro y'Uhoraho n'akanya na gato, kuko byababiramo gupfa!»


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Bene Gerishoni

21Uhoraho abwira Musa, ati

22«Bene Gerishoni na bo, mubakorere ibarura mu mazu yabo no mu miryango yabo.

23Muzabare abantu bose bafite imyaka mirongo itatu kugeza kuri mirongo itanu, ba bandi bashinzwe kurangiza imirimo yo mu ihema ry'ibonaniro.

24Dore uruhare rw'amazu y'Abagerishoni, ibyo bagomba gukora cyangwa kwikorera:

25bazatwara ibisaswa mu Ngoro, mu ihema ry'ibonaniro, n'uruhu rw'ibihura ruritwikiriye, hamwe n'umubambiko wo ku muryango waryo.

26Bazatwara kandi imibambiko y'inkike, umubambiko w'irembo ryinjira mu kibuga cy'Ingoro, maze ugakingira Ingoro n'urutambiro impande zose, imigozi yabyo hamwe n'ibindi bikoresho byose bahawe mu murimo wabo.

27Imirimo yose ya bene Gerishoni, ibyo bakora cyangwa bikorera, bazaba babitegetswe na Aroni hamwe n'abahungu be. Ni mwe muzabashinga kumenya ibyo bazagomba kwikorera.

28Uwo ni wo murimo weguriwe bene Gerishoni mu ihema ry'ibonaniro. Uwo ni wo murimo bashinzwe kandi bakazawugengwamo n'umuherezabitambo Itamari mwene Aroni.

### Bene Merari

29Naho bene Merari, muzabakorere ibarura mu mazu yabo no mu miryango yabo.

30Muzabare abantu bose bafite imyaka mirongo itatu kugeza kuri mirongo itanu, ba bandi bashinzwe kurangiza imirimo yo mu ihema ry'ibonaniro.

31Dore ibyo bagomba kwikorera, kandi ni wo murimo wonyine bashinzwe mu ihema ry'ibonaniro: inkomanizo z'Ingoro n'imbariro zazo, inkingi zayo n'ibitereko byazo,

32inkingi zizengurutse Ingoro n'ibitereko byazo, imambo zayo n'imigozi yazo, hamwe n'ibindi bikoresho byose. Muzereka buri wese ibintu agomba kwikorera.

33Uwo ni wo murimo weguriwe amazu ya bene Merari, kandi ni na wo murimo wonyine bashinzwe mu ihema ry'ibonaniro. Bazawugenzurwamo n'umuherezabitambo Itamari mwene Aroni.»

### Ibarura ry'Abalevi bashoboye gukora

34Nuko Musa, Aroni n'abatware b'imbaga babarura bene Kehati mu mazu yabo no mu miryango yabo.

35Babaze abantu bose bafite imyaka mirongo itatu kugeza kuri mirongo itanu, bagombaga gushingwa imirimo yo mu ihema ry'ibonaniro.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

36Amazu yabo yose hamwe yarimo abagabo 2,750.

37Uwo ni wo mubare w'abari mu mazu y'Abakehati bashinzwe kurangiza imirimo yo mu ihema ry'ibonaniro. Ni bo Musa na Aroni babaruye babitegetswe n'Uhoraho yabibwirije Musa.

38Dore bene Gerishoni, uko babaruriwe mu miryango n'amazu yabo,

39bahereye ku bafite imyaka mirongo itatu kugeza kuri mirongo itanu, kandi bashinzwe kurangiza imirimo yo mu ihema ry'ibonaniro,

40basanze amazu yabo n'imiryango yabo irimo abagabo 2,630.

41Uwo ni wo mubare w'abari mu mazu ya bene Gerishoni, bashinzwe kurangiza imirimo yo mu ihema ry'ibonaniro. Abo ni bo bagaragaye mu ibarura Musa na Aroni bakoze ku itegeko ry'Uhoraho.

42Dore bene Merari, uko babaruriwe mu miryango n'amazu yabo,

43babaze abafite imyaka mirongo itatu kugeza kuri mirongo itanu, kandi bashinzwe kurangiza imirimo yo mu ihema ry'ibonaniro,

44basanze amazu yabo arimo abagabo 3,200.

45Uwo ni wo mubare w'abari mu mazu ya bene Merari mu ibarura Musa na Aroni bakoze ku itegeko Uhoraho yari yahaye Musa.

46Dore umubare w'Abalevi bose mu mazu yabo no mu miryango yabo: Musa, Aroni n'abatware ba Israheli babaze abantu bose

47bafite imyaka mirongo itatu kugeza kuri mirongo itanu, kandi bashinzwe kurangiza imirimo yo kubaka cyangwa kwikorera ihema ry'ibonaniro,

48basanga ari abagabo 8,580.

49Nk'uko Uhoraho yari yabitegetse, kandi bayobowe na Musa, buri wese ahabwa icyo yagombaga gukora no kwikorera. Buri wese yari afite umurimo yagenewe uko Uhoraho yari yarabibwirije Musa.

## Ibarura 5

### Abantu banduye birukanwa mu ngando

1Uhoraho abwira Musa, ati

2«Tegeka Abayisraheli kwirukana kure y'ingando abanyabibembe, abaninda ku bitsina bose, cyangwa abandujwe no gukora intumbi.

3Muzabirukane, baba abagore cyangwa abagabo muzabirukane kure y'ingando. Batazanduza ingando y'Abayisraheli kandi ntuye rwagati muri bo.»


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Abayisraheli babigenza batyo: babirukana kure y'ingando, nk'uko Uhoraho yari yabibwiye Musa.

### Itegeko ryo kuriha ibyangijwe

5Uhoraho abwira Musa, ati

6«Dore ibyo uzabwira Abayisraheli: Umugabo cyangwa umugore, nacumurira Uhoraho akora kimwe mu byaha bisanzwe mu bantu, uwo muntu kizamuhame.

7Bazicuza icyaha bazaba bakoze; maze uwacumuye kuri mugenzi we amusubize ibyo yamutwaye byose, yongereho kimwe cya gatanu cy'igiciro cyabyo.

8Niba uwacumuweho adafite umubyeyi baha iyo ndishyi, izasubizwa Uhoraho, yakirwe n'umuherezabitambo, hongeweho isekurume y'intama uwacumuye azatura ngo igiririrweho umuhango w'impongano z'icyaha cye.

9Ibizagerurwa ku maturo yose y'Abayisraheli, kimwe n'ibintu byose bigenewe Ingoro bigashyikirizwa umuherezabitambo, ibyo bizaba umugabane we.

10Ibyo buri muntu agenera Ingoro, biba ari ibye; ibyo buri wese agenera umuherezabitambo, biba bimuhawe.

### Itegeko ryerekeye umugore ukekwaho ubusambanyi

11Uhoraho abwira Musa, ati

12«Dore ibyo uzabwira Abayisraheli: Hari ubwo umugore yakwifata nabi agahemukira umugabo we,

13akaryamana n'undi rwihishwa, akihumanya hatagize ubabona cyangwa ngo abafate.

14Niba rero umugabo we agize urwikekwe, agatangira gufuhira umugore we amukekaho ubwiyandarike amubeshyera cyangwa bikaba ari ukuri,

15azamushyikirize umuherezabitambo, amutangirire ituro ryagenwe: kimwe cya cumi cy'ifu y'ingano yuzuye akebo. Ntazayisukeho amavuta cyangwa ngo ayishyiremo umubavu, kuko ari ituro ritewe no gufuha, ituro ryo gushinja icyaha.

16Umuherezabitambo azigiza umugore hafi, amwereke Uhoraho.

17Umuherezabitambo azavome ku mazi y'umugisha, ayashyire mu rwabya, afate no ku gitaka cy'aho hantu abivange.

18Umuherezabitambo azazana uwo mugore imbere y'Uhoraho maze amukure igitambaro mu mutwe, ashyire mu biganza bye ituro rimushinja, ni ukuvuga ituro ritewe no gufuha. Umuherezabitambo we, azaba afite mu ntoki ya mazi y'umushari atera umuvumo.

19Umuherezabitambo arahize uwo mugore, agira ati 'Niba koko nta mugabo


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mwaryamanye, ukaba utariyandaritse ngo witeshe agaciro ubeshya umugabo wawe, umuvumo uri muri aya mazi y'umushari ntugufate.

20Nyamara niba warifashe nabi, ukitesha agaciro uryamana n'undi mugabo utari uwawe... '

21Umuherezabitambo azamutongera amurahiza ati 'Uhoraho azakugire urugero rw'abavumwe bose mu muryango wawe, uzafatwe n'urushwima kandi uhinduke ingumba.

22Aya mazi y'umuvumo agucengere mu nda, agutere urushwima, kandi aguhindure ingumba.' Naho umugore azasubize ati 'Ndabyemeye, ndabyemeye'.

23Maze iyo mivumo, umuherezabitambo ayandikishe ku mbaho. Hanyuma izo nyuguti azogeshe ya mazi asharira.

24Ayo mazi asharira y'umuvumo ayahe wa mugore ayanywe; amucengeremo asharira.

25Umuherezabitambo azakura mu biganza by'uwo mugore ituro ritewe no gufuha, arimurikire Uhoraho, hanyuma arijyane ku rutambiro.

26Umuherezabitambo azagabanya kuri ya fu y'ituro urushyi rumwe rw'urwibutso, maze ayitwikire ku rutambiro; narangiza ahe umugore ya mazi ayanywe.

27Namara kuyanywa dore uko bizagenda: niba yariyanduje agahemukira umugabo we, amazi y'umuvumo azamucengeramo ashaririye; inda ye ibyimbe, akurizeho no kuba ingumba. Uwo mugore azahinduka intangarugero rw'abavumwe mu muryango we.

28Ariko niba uwo mugore ataritesheje agaciro, akaba atari umwandure, icyaha kizamuhanagurwaho kandi akomeze kubyara.»

29Iryo ni itegeko ryerekeye gufuhira umugore wifata nabi akitesha agaciro abeshya umugabo we,

30cyangwa umugabo wagize urwikekwe agatangira gufuhira umugore we. Umugabo azamujyana imbere y'Uhoraho, maze umuherezabitambo amukorereho ibiteganijwe n'iri tegeko.

31Umugabo azaba umuziracyaha, naho umugore niba yaracumuye, azabihanirwa.

## Ibarura 6

### Itegeko ryerekeye amasezerano y'umunazireya

1Uhoraho abwira Musa, ati

2«Dore ibyo uzabwira Abayisraheli: Niba umugabo cyangwa umugore yiyemeje kwiyegurira Uhoraho nk'uko abanazireya babigenza,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3agomba kureka divayi n'izindi nzoga zisindisha zose. Uwo munazireya ntazanywe siki na divayi, inzoga zisembuye, cyangwa ikindi kinyobwa cyose kivuye ku muzabibu. Ntazarye n'imbuto zawo, ari izumye cyangwa ari imbisi.

4Igihe cyose akiri muri ayo masezerano, ntazagire icyo arya gikomoka ku giti cyose cy'amasezerano ye, nta cyogosho kizamugera ku mutwe.

5Muri icyo gihe cyose azaba yiyeguriye Uhoraho, azaba ari umutagatifu, kandi azareke imisatsi y'umutwe we ikure uko ishaka.

6Muri icyo gihe cyose azaba yariyeguriye Uhoraho, ntazegere intumbi.

7Yaba se cyangwa nyina, musaza we cyangwa mushiki we, ntazihumanye abegera bamaze gupfa kuko azaba afite ku mutwe we ikimenyetso cy'uko yiyeguriye Imana ye.

8Muri icyo gihe cyose azaba yariyeguriye Uhoraho, azamubere umutagatifuzwe.

9Niba hari umuntu umuguye iruhande azize urupfu rw'impanuka, akamwanduriza ikimenyetso gitagatifu cyo ku mutwe we, aziyogoshesha ku munsi wa karindwi, ari wo munsi wo kwisukura kwe.

10Ku munsi wa munani azashyira umuherezabitambo, ku muryango w'ihema ry'ibonaniro, inuma ebyiri cyangwa intungura ebyiri.

11Umuherezabitambo azatura imwe ho igitambo kubera icyo cyaha, indi ayitwike yose. Maze umuherezabitambo azakorere ku munazireya umuhango wo kumuhanaguraho icyaha azaba yatewe na wa mupfu. Kuri uwo munsi kandi, umunazireya azatagatifuza umutwe we,

12maze yongere yiyegurire Uhoraho igihe kingana n'icyo yari yaramuteganirije. Azazana n'intama y'umwaka umwe iturweho igitambo cyo kwigorora ku Mana. Iminsi yabanjirije gusukurwa kwe, ntizabarwa, kuko ukwiyegurira Imana kwe kuzaba kwandavuye.

13Dore itegeko ryerekeye umunazireya: umunsi usoza igihe cye cyo kwiyegurira Imana, bazamujyana ku muryango w'ihema ry'ibonaniro,

14azaniye Uhoraho ituro rye: agasekurume k'intama k'umwaka umwe katagira inenge ko guturwaho igitambo gitwikwa , akanyagazi k'umwaka umwe katagira inenge ko guturwaho igitambo cy'impongano y'icyaha, n'impfizi y'intama itagira inenge yo guturwaho igitambo cy'ubuhoro ;

15agatebo k'imigati idasembuye ikoze mu ifu igogoye, imitsima ivugishijwe amavuta, n'utugati tudasembuye dusize amavuta, abitangeho ituro hamwe n'amaturo aseswa yategetswe.

16Umuherezabitambo ajyane ibyo byose imbere y'Uhoraho, abitureho igitambo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

gitwikwa n'igitambo cyo guhongera icyaha cy'uwo muntu.

17Naho ya sekurume, azayitura Uhoraho ho igitambo cy'ubuhoro hamwe na cya gitebo cy'imigati idasembuye. Nuko, umuherezabitambo abiherezeho igitambo hamwe n'ituro riseswa uko byategetswe.

18Noneho umunazireya yogoshere umutwe we watagatifujwe ku muryango w'ihema ry'ibonaniro, afate imisatsi y'umutwe we watagatifujwe, ayijugunye mu muriro wakira mu nsi y'igitambo cy'ubuhoro.

19Umuherezabitambo azafate urutugu rw'isekurume rumaze gushya, hamwe n'umutsima udasembuye wo mu gitebo n'akagati kadasembuye, abishyire mu biganza by'umunazireya umaze kwiyogoshesha imisatsi miremire yarangagaukwiyegurira Uhoraho kwe.

20Umuherezabitambo azazamura ayo maturo matagatifu, ayamurikire Uhoraho; ni ikintu gitagatifu kigenewe umuherezabitambo, kimwe n'inkoro n'itako yari asanzwe ahabwa. Kuva ubwo uwahoze ari umunazireya azashobora kunywa divayi.

21Iryo ni ryo tegeko ryerekeye umunazireya urangije igihe cy'amasezerano ye; n'ayo ni yo maturo agomba guha Uhoraho kuko yamwiyeguriye, utabariyemo n'andi yakwitangira ku bushake bwe. Azubahiriza rero amasezerano ye, akurikije itegeko ry'ubunazireya yiyemeje gukurikiza.

### Amagambo yo gutanga umugisha

22Uhoraho abwira Musa, ati

23«Dore ibyo uzabwira Aroni n'abahungu be: Abayisraheli muzajya mubaha umugisha muvuga muti:

24'Uhoraho aguhe umugisha kandi akurinde!

25Uhoraho akurebane impuhwe kandi agusakazemo inema ze!

26Uhoraho akwiteho, kandi aguhe amahoro!'

27Nguko uko bazambariza izina ryanjye ku Bayisraheli, nanjye mbahe umugisha.»

## Ibarura 7

### Amagare yatangiwe Inzu y'Uhoraho

1Umunsi Musa yarangijeho kubaka Ingoro y'Uhoraho yayisutseho amavuta yo gusiga, ayegurira Uhoraho hamwe n'ibikoresho byayo byose. Urutambiro na rwo hamwe n'ibikoresho byarwo byose, arusukaho amavuta y'isigwa, aranabitagatifuza.

2Abatware bahagarariye imiryango ya Israheli, bazana amaturo yabo imbere y'Uhoraho:

3amagare atandatu atwikiriye n'ibimasa cumi na bibiri; igare rimwe rigaturwa


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'abatware babiri, naho buri mutware agatura ikimasa kimwe; babyigiza imbere y'Inzu.

4Uhoraho abwira Musa, ati

5«Akira ayo maturo bakuzaniye; azakoreshwa imirimo yo mu ihema ry'ibonaniro. Uzabishinga Abalevi, ukurikije uko buri wese abikeneye mu kazi ke.»

6Musa yakira amagare n'ibimasa, abishyikiriza Abalevi.

7Aha abahungu ba Gerishoni amagare abiri n'ibimasa bine, nk'uko bari babikeneye mu kazi kabo.

8Ayandi magare ane n'ibindi bimasa munani abiha umuherezabitambo Itamari mwene Aroni, kugira ngo abishyikirize abahungu ba Merari, nk'uko bari babikeneye mu kazi kabo.

9Ntiyagira icyo aha abahungu ba Kehati, kuko imirimo bari bashinzwe yari iyo gutwara ku ntugu ibikoresho bitagatifu.

**Amaturo yo gutaha urutambiro**

10Abatware bazanye amaturo yo gutaha urutambiro ku munsi rwasutsweho amavuta y'isigwa; maze bigiza amaturo yabo imbere yarwo.

11Uhoraho abwira Musa, ati «Buri mutware azagira umunsi we wo gutanga ituro ryo gutaha urutambiro.»

12Nahashoni mwene Aminadabu wo mu muryango wa Yuda ni we wazanye ituro rye ku munsi wa mbere.

13Iryo turo ryari rigizwe n'ibintu bikurikira: isahani ya feza ifite uburemere bw'amasikeli 130, n'ibesani ya feza ifite uburemere bw'amasikeli 70, byose bipimye kuri sikeli y'Ingoro. Byombi byari byuzuye ifu ivanze n'amavuta byo gutura Uhoraho.

14Yazanye kandi n'agakombe ka zahabu gapima amasikeli 10 kuzuye umubavu,

15ikimasa kimwe, isekurume y'intama imwe, n'umwana w'intama w'umwaka umwe byo guturwaho igitambo gitwikwa;

16azana n'isekurume y'ihene yo guturwaho igitambo cyo guhongerera icyaha.

17Azana kandi n'ibimasa bibiri by'inkone, amasekurume y'intama atanu, amasekurume y'ihene atanu, n'utwana tw'intama dutanu tw'umwaka umwe byo guturwaho igitambo cy'ubuhoro. Iryo ni ryo ryabaye ituro rya Nahashoni mwene Aminadabu.

18Ku munsi wa kabiri, Netaneli mwene Shuwari, akaba n'umutware w'umuryango w'Isakari, azana ituro rye.

19Ryari rigizwe n'ibi bintu bikurikira: isahani ya feza ifite uburemere bw'amasikeli

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

130, n'ibesani ya feza ifite uburemere bw'amasikeli 70; byose bipimiye kuri sikeli y'Ingoro. Byombi byari byuzuye ifu ivanze n'amavuta byo guturwa Uhoraho.

20 Yazanye kandi n'agakombe ka zahabu gapima amasikeli 10 kuzuye umubavu,

21 ikimasa kimwe, isekurume y'intama imwe, n'umwana w'intama w'umwaka umwe byo guturwaho igitambo gitwikwa;

22 azana n'isekurume yo guturwaho igitambo cyo guhongera icyaha.

23 Azana kandi n'ibimasa bibiri by'inkone, amasekurume y'intama atanu, amasekurume y'ihene atanu, n'utwana tw'intama dutanu tw'umwaka umwe byo guturwaho igitambo cy'ubuhoro. Iryo ni ryo ryabaye ituro rya Netaneli mwene Shuwari.

24 Umunsi wa gatatu wabaye uwa Eliyabu mwene Heloni, akaba n'umutware w'abahungu ba Zabuloni.

25 Ituro rye ryari rigizwe n'ibintu bikurikira: isahani ya feza ifite uburemere bw'amasikeli 130, n'ibesani ya feza ifite uburemere bw'amasikeli 70, byose bipimye kuri sikeli y'Ingoro. Byombi byari byuzuye ifu ivanze n'amavuta byo guturwa Uhoraho.

26 Yazanye kandi n'agakombe ka zahabu gapima amasikeli 10 kuzuye umubavu,

27 ikimasa kimwe, isekurume y'intama imwe, n'umwana w'intama w'umwaka umwe byo guturwaho igitambo gitwikwa;

28 azana n'isekurume yo guturwaho igitambo cyo guhongera icyaha.

29 Azana kandi n'ibimasa bibiri by'inkone, amasekurume y'intama atanu, amasekurume y'ihene atanu, n'utwana tw'intama dutanu tw'umwaka umwe byo guturwaho igitambo cy'ubuhoro. Iryo ni ryo ryabaye ituro rya Eliyabu mwene Heloni.

30 Umunsi wa kane wabaye uwa Elishuru mwene Shedewuru akaba n'umutware w'abahungu ba Rubeni.

31 Ituro rye ryari rigizwe n'ibi bintu bikurikira: isahani ya feza ifite uburemere bw'amasikeli 130, n'ibesani ya feza ifite uburemere bw'amasikeli 70; byose bipimye kuri sikeli y'Ingoro. Byombi byari byuzuye ifu ivanze n'amavuta byo gutura Uhoraho.

32 Yazanye kandi n'agakombe ka zahabu gapima amasikeli 10 kuzuye umubavu,

33 ikimasa kimwe, isekurume y'intama imwe, n'umwana w'intama umaze umwaka umwe byo guturwaho igitambo gitwikwa;

34 azana n'isekurume y'ihene yo guturwaho igitambo cyo guhongera icyaha.

35 Azana kandi n'ibimasa bibiri by'inkone, amasekurume y'intama atanu,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

amasekurume y'ihene atanu, n'utwana tw'intama dutanu tw'umwaka umwe byo
guturwaho igitambo cy'ubuhoro. Iryo ni ryo ryabaye ituro rya Elishuru mwene
Shedewuru.

36Umunsi wa gatanu wabaye uwa Shelumyeli mwene Shurishadayi akaba
n'umutware w'abahungu ba Simewoni.

37Ituro rye ryari rigizwe n'ibi bintu bikurikira: isahani ya feza ifite uburemere
bw'amasikeli 130, n'ibesani ya feza ifite uburemere bw'amasikeli 70; byose bipimye
kuri sikeli y'Ingoro. Byombi byari byuzuye ifu ivanze n'amavuta byo guturwa
Uhoraho.

38Yazanye kandi n'agakombe ka zahabu gapima amasikeli 10 kuzuye umubavu,

39ikimasa kimwe, isekurume y'intama imwe, n'umwana w'intama w'umwaka umwe
byo guturwaho igitambo gitwikwa;

40azana n'isekurume y'ihene yo guturwaho igitambo cyo guhongera icyaha.

41Azana kandi n'ibimasa bibiri by'inkone, amasekurume y'intama atanu,
amasekurume y'ihene atanu, n'utwana tw'intama dutanu tw'umwaka umwe byo
guturwaho igitambo cy'ubuhoro. Iryo ni ryo ryabaye ituro rya Shelumyeli mwene
Shurishadayi.

42Umunsi wa gatandatu wabaye uwa Eliyasafu mwene Dewuyeli akaba n'umutware
w'abahungu ba Gadi.

43Ituro rye ryari rigizwe n'ibintu bikurikira: isahani ya feza ifite uburemere
bw'amasikeli 130, n'ibesani ya feza ifite uburemere bw'amasikeli 70; byose bipimye
kuri sikeli y'Ingoro. Byombi byari byuzuye ifu ivanze n'amavuta byo guturwa
Uhoraho.

44Yazanye kandi n'agakombe ka zahabu gapima sikeli 10 kuzuye umubavu,

45ikimasa kimwe, isekurume y'intama imwe, n'umwana w'intama w'umwaka umwe
byo guturwaho igitambo gitwikwa;

46azana n'isekurume y'ihene yo guturwaho igitambo cyo guhongera icyaha.

47Azana kandi n'ibimasa by'inkone bibiri, amasekurume y'intama atanu,
amasekurume y'ihene atanu, n'utwana tw'intama dutanu tw'umwaka umwe byo
guturwaho igitambo cy'ubuhoro. Iryo ni ryo ryabaye ituro rya Eliyasafu mwene
Dewuyeli.

48Umunsi wa karindwi wabaye uwa Elishama mwene Amihudi akaba n'umutware
w'abahungu ba Efurayimu.

49Ituro rye ryari rigizwe n'ibintu bikurikira: isahani ya feza ifite uburemere
bw'amasikeli 130, n'ibesani ya feza ifite uburemere bw'amasikeli 70; byose bipimye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kuri sikeli y'Ingoro. Byombi byari byuzuye ifu ivanze n'amavuta byo guturwa Uhoraho.

50Yazanye kandi n'agakombe ka zahabu gapima amasikeli 10 kuzuye umubavu,

51ikimasa kimwe, isekurume y'intama imwe, n'umwana w'intama w'umwaka umwe byo guturwaho igitambo gitwikwa;

52azana n'isekurume y'ihene yo guturwaho igitambo cyo guhongera icyaha.

53Azana kandi n'ibimasa bibiri by'inkone, amasekurume y'intama atanu, amasekurume y'ihene atanu, n'utwana tw'intama dutanu tw'umwaka umwe byo guturwaho igitambo cy'ubuhoro. Iryo ni ryo ryabaye ituro rya Elishama mwene Amihudi.

54Umunsi wa munani wabaye uwa Gameliyeli mwene Pedashuri akaba n'umutware w'abahungu ba Manase.

55Ituro rye ryari rigizwe n'ibintu bikurikira: isahani ya feza ifite uburemere bw'amasikeli 130, n'ibesani ya feza ifite uburemere bw'amasikeli 70; byose bipimye kuri sikeli y'Ingoro. Byombi byari byuzuye ifu ivanze n'amavuta byo guturwa Uhoraho.

56Yazanye kandi n'agakombe ka zahabu gapima amasikeli 10 kuzuye umubavu,

57ikimasa kimwe, isekurume y'intama imwe, n'umwana w'intama w'umwaka umwe byo guturwaho igitambo gitwikwa;

58azana n'isekurume y'ihene yo guturwaho igitambo cyo guhongera icyaha.

59Azana kandi n'ibimasa by'inkone bibiri, amasekurume y'intama atanu, amasekurume y'ihene atanu, n'utwana tw'intama dutanu tw'umwaka umwe byo guturwaho igitambo cy'ubuhoro. Iryo ni ryo ryabaye ituro rya Gameliyeli mwene Pedashuri.

60Umunsi wa cyenda wabaye uwa Avidani mwene Gidewoni akaba n'umutware w'abahungu ba Benyamini.

61Ituro rye ryari rigizwe n'ibintu bikurikira: isahani ya feza ifite uburemere bw'amasikeli 130, n'ibesani ya feza ifite uburemere bw'amasikeli 70; byose bipimye kuri sikeli y'Ingoro. Byombi byari byuzuye ifu ivanze n'amavuta byo guturwa Uhoraho.

62Yazanye kandi n'agakombe ka zahabu gapima amasikeli 10 kuzuye umubavu,

63ikimasa kimwe, isekurume y'intama imwe, n'umwana w'intama w'umwaka umwe byo guturwaho igitambo gitwikwa;

64azana n'isekurume y'ihene yo guturwaho igitambo cyo guhongera icyaha.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

65Azana kandi n'ibimasa bibiri by'inkone, amasekurume y'intama atanu, amasekurume y'ihene atanu, n'utwana tw'intama dutanu tw'umwaka umwe byo guturwaho igitambo cy'ubuhoro. Iryo ni ryo ryabaye ituro rya Avidani mwene Gidewoni.

66Umunsi wa cumi wabaye uwa Ahiyezeri mwene Amishadayi akaba n'umutware w'abahungu ba Dani.

67Ituro rye rigizwe n'ibintu bikurikira: isahani ya feza ifite uburemere bw'amasikeli 130, n'ibesani ya feza ifite uburemere bw'amasikeli 70; byose bipimye kuri sikeli y'Ingoro. Byombi byari byuzuye ifu ivanze n'amavuta byo guturwa Uhoraho.

68Yazanye kandi n'agakombe ka zahabu gapima amasikeli 10 kuzuye umubavu,

69ikimasa kimwe, isekurume y'intama imwe, n'umwana w'intama w'umwaka umwe byo guturwaho igitambo gitwikwa;

70azana n'isekurume y'ihene yo guturwaho igitambo cyo guhongera icyaha.

71Azana kandi n'ibimasa bibiri by'inkone, amasekurume y'intama atanu, amasekurume y'ihene atanu, n'utwana tw'intama dutanu tw'umwaka umwe byo guturwaho igitambo cy'ubuhoro. Iryo ni ryo ryabaye ituro rya Ahiyezeri mwene Amishadayi.

72Umunsi wa cumi n'umwe wabaye uwa Pagiyeli mwene Okrani, akaba n'umutware w'abahungu ba Asheri.

73Ituro rye ryari rigizwe n'ibi bintu bikurikira: isahani ya feza ifite uburemere bw'amasikeli 130, n'ibesani ya feza ifite uburemere bw'amasikeli 70; byose bipimye kuri sikeli y'Ingoro. Byombi byari byuzuye ifu ivanze n'amavuta byo guturwa Uhoraho.

74Yazanye kandi n'agakombe ka zahabu gapima amasikeli 10 kuzuye umubavu,

75ikimasa kimwe, isekurume y'intama imwe, n'umwana w'intama w'umwaka umwe byo guturwaho igitambo gitwikwa;

76azana n'isekurume y'ihene yo guturwaho igitambo cyo guhongera icyaha.

77Azana kandi n'ibimasa bibiri by'inkone, amasekurume y'intama atanu, amasekurume y'ihene atanu, n'utwana tw'intama dutanu tw'umwaka umwe byo guturwaho igitambo cy'ubuhoro. Iryo ni ryo ryabaye ituro rya Pagiyeli mwene Okrani.

78Umunsi wa cumi n'ibiri wabaye uwa Ahira mwene Eyinani, akaba n'umutware w'abahungu ba Nefutali.

79Ituro rye ryari rigizwe n'ibintu bikurikira: isahani ya feza ifite uburemere bw'amasikeli 130, n'ibesani ya feza ifite uburemere bw'amasikeli 70; byose bipimye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kuri sikeli y'Ingoro. Byombi byari byuzuye ifu ivanze n'amavuta byo guturwa Uhoraho.

80 Yazanye kandi n'agakombe ka zahabu gapima amasikeli 10 kuzuye umubavu,

81 ikimasa kimwe, isekurume y'intama imwe, n'umwana w'intama w'umwaka umwe byo guturwaho igitambo gitwikwa;

82 azana n'isekurume y'ihene yo guturwaho igitambo cyo guhongera icyaha.

83 Azana kandi n'ibimasa bibiri by'inkone, amasekurume y'intama atanu, amasekurume y'ihene atanu, n'utwana tw'intama dutanu tw'umwaka umwe byo guturwaho igitambo cy'ubuhoro. Iryo ni ryo ryabaye ituro rya Ahira mwene Eyinani.

84 Ayo ni yo yabaye amaturo y'abatware ba Israheli yo gutaha urutambiro, umunsi barusukaho amavuta y'isigwa: amasahani cumi n'abiri ya feza, amabesani cumi n'abiri ya feza, n'udukombe cumi na tubiri twa zahabu.

85 Buri sahani ya feza yapimaga amasikeli 130, naho ibesani imwe igapima amasikeli 70. Ibyo bintu byose hamwe byari amasikeli ya feza 2,400, upimye kuri sikeli y'Ingoro,

86 n'udukombe cumi na tubiri twa zahabu twuzuye umubavu, twose hamwe dupima amasikeli 120 ya zahabu.

87 Amatungo yo gutura ibitambo bitwikwa yose hamwe yari agizwe n'ibimasa cumi na bibiri, amasekurume y'intama cumi n'abiri, n'utwana tw'intama tw'umwaka umwe cumi na tubiri hamwe n'amaturo yagenwe, wongeyeho amasekurume y'ihene cumi n'abiri yo guturaho igitambo cyo guhongera icyaha.

88 Amatungo yo gutura igitambo cy'ubuhoro yose hamwe yari agizwe n'ibimasa by'inkone makumyabiri na bine, amasekurume y'intama mirongo itandatu, n'utwana tw'intama tw'umwaka umwe mirongo itandatu. Ayo ni yo maturo yo gutaha urutambiro igihe bari bamaze kurusukaho amavuta y'isigwa.

89 Iyo Musa yinjiraga mu Ihema ry'ibonaniro ngo avugane n'Uhoraho, yumvaga ijwi riturutse hejuru y'urwicurizo, hagati y'Abakerubimu babiri – urwicurizo rwari hejuru y'Ubushyinguro bw'Isezerano. Nuko Musa akavugana n'Uhoraho.

## Ibarura 8

### Amatara yo ku kinyarumuri

1 Uhoraho abwira Musa, ati

2 «Dore ibyo uzabwira Aroni: Nucana amatara yo ku kinyarumuri uko ari arindwi, ajye amurika imbere yacyo.»

3 Aroni abigenza atyo: acana amatara imbere y'ikinyarumuri nk'uko Uhoraho yari yarabitegetse Musa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Dore uko icyo kinyarumuri cyari gikoze: cyari gicuze muri zahabu kuva hasi kugeza ku mitako yo hejuru. Icyo kinyarumuri cyari cyarakozwe bakurikije urugero Uhoraho yari yareretse Musa.

### Uko Abalevi beguriwe Imana

5Uhoraho abwira Musa, ati

6«Mu bana ba Israheli ushyire Abalevi ukwabo maze ubasukure.

7Uzabagenzereza utya kugira ngo ubasukure: Uzabasukeho amazi yo kubahanaguraho icyaha, na bo banyuze urwogosho ku mubiri wose, bamese kandi n'imyenda yabo, bisukure.

8Bazafata ikimasa hamwe n'ituro ryategetswe ry'ifu ivanze n'amavuta, nawe ufate ikindi kimasa uzaturaho igitambo cyo guhongera icyaha.

9Uzajyana Abalevi imbere y'ihema ry'ibonaniro, maze ukoranye imbaga yose y'Abayisraheli.

10Uzajyana Abalevi imbere y'Uhoraho maze Abayisraheli babaramburireho ibiganza.

11Hanyuma Aroni azegurira Uhoraho Abalevi ho umugabane ahawe n'Abayisraheli bose, maze bagenerwe gutunganya imihango yose y'Uhoraho.

12Abalevi bazaramburira ibiganza byabo ku ruhanga rwa bya bimasa, maze wowe ubwawe uzabiture Uhoraho, kimwe ugitangeho igitambo cyo guhongera ibyaha, ikindi ugitangeho igitambo gitwikwa, kugira ngo ukorere ku Balevi umuhango w'ibabarirwa ry'ibyaha.

13Uzashyire Abalevi imbere ya Aroni n'abahungu be, maze uzabegurire Uhoraho ho umugabane we.

14Uzarobanure Abalevi mu Bayisraheli bose babe abanjye.

15Nyuma y'ibyo, Abalevi bazajya gutunganya imirimo yo mu ihema ry'ibonaniro. Uzabasukura rero maze ubamurikeho ituro ritanzwe.

16Kuko mbahaweho ituro, ndabeguriwe rwose mu Bayisraheli. Mbagize abanjye mu kigwi cy'uburiza bwose, ni ukuvuga abavutse ari imfura ku Bayisraheli,

17kuko icyavutse uburiza cyose muri Israheli ari icyanjye, cyaba umuntu cyangwa itungo. Nabyigeneye umunsi ntsemba ibyavutse uburiza byose byo mu Misiri.

18Cyakora ubu niyeguriye Abalevi mu kigwi cy'abavutse uburiza bose bo muri Israheli.

19Abo Balevi mbashinze Aroni n'abahungu be kugira ngo bajye bahagararira Abayisraheli bose mu mirimo yo mu ihema ry'ibonaniro, banabakorereho umuhango wo kubakiza ibyaha. Bityo Abayisraheli ntibazongera guterwa n'icyorezo cy'uko

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

begereye ahantu hatagatifu.»

20Uko ni ko Musa, Aroni n'imbaga yose y'Abayisraheli bagenjereje Abalevi. Abayisraheli bagenzereza Abalevi nk'uko Uhoraho yari yabitegetse Musa.

21Abalevi barisukura, bamesa n'imyenda yabo. Aroni abamurikira Uhoraho, kugira ngo bamubere ituro, maze abakoreraho umuhango ubakiza ibyaha ukanabasukura.

22Kuva ubwo Abalevi batangirira mu maso ya Aroni n'abahungu be imirimo yabo mu ihema ry'ibonaniro. Abalevi babagenzereza uko Uhoraho yari yarabitegetse Musa.

23Uhoraho abwira Musa, ati

24«Dore amategeko agenga Abalevi: guhera ku myaka makumyabiri n'itanu, Umulevi azaba ashinzwe kurangiza imirimo yo mu ihema ry'ibonaniro.

25Nagira imyaka mirongo itanu azava kuri ako kazi, ntazongera gukora.

26Azafasha abavandimwe be mu kurangiza imirimo yo mu ihema ry'ibonaniro, ariko ntazakore imirimo iruhije. Ayo ni yo mategeko uzashyiraho yerekeye imirimo y'Abalevi.»

## Ibarura 9

### Umunsi wo guhimbaza Pasika

1Mu kwezi kwa mbere k'umwaka wa kabiri bavuye mu Misiri, Uhoraho abwirira Musa mu butayu bwa Sinayi ati

2«Abayisraheli bajye bahimbaza Pasika ku munsi wategetswe.

3Bazajye bayihimbaza ku munsi wa cumi na kane w'uko kwezi, nimugoroba mu kabwibwi. Muzayihimbaza mukurikije amategeko n'imigenzo yayo yose.»

4Nuko Musa abwira Abayisraheli guhimbaza Pasika.

5Bayihimbariza mu butayu bwa Sinayi ku munsi wa cumi na kane nimugoroba mu kabwibwi. Abayisraheli babigenza uko Uhoraho yari yabitegetse Musa.

6Nyamara ariko, hariho abantu batashoboye guhimbaza Pasika kuri uwo munsi kuko bari bahumanijwe no gukora intumbi. Uwo munsi basanga Musa na Aroni barababwira bati

7«N'ubwo twahumanijwe no gukora intumbi, ni iki cyatubuza kuzanira Uhoraho ituro ryacu ku munsi wategetswe kimwe n'abandi Bayisraheli bose?»

8Musa arabasubiza ati «Mube mutegereje mbanze menye icyo Uhoraho yemeza kuri mwe.»

9Uhoraho abwira Musa, ati

10«Bwira Abayisraheli aya magambo uti: Nihagira umuntu muri mwe cyangwa mu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bazabakomokaho uhumanywa no gukora intumbi cyangwa yaragiye mu rugendo rwa kure, ibyo ntibizamubuze guhimbaza Pasika y'Uhoraho,

11ariko bo bazajya bayihimbaza mu kwezi kwa kabiri, ku munsi wa cumi na kane, nimugoroba mu kabwibwi. Bazarya umwana w'intama, bawurishe imigati idasembuye n'imboga zisharira.

12Ntibazagire ibyo baraza ngo bigeze mu gitondo, kandi ntibazavunagure amagufa y'uwo mwana w'intama. Bazahimbaza Pasika bakurikije amategeko n'imigenzo yayo yose.

13Ariko nihagira umuntu utahumanye kandi ntabe no mu rugendo, ntahimbaze Pasika, uwo nguwo azacibwa mu muryango we, kuko atazaba yazaniye ituro rye Uhoraho ku munsi wategetswe. Uwo muntu kandi azabona ingaruka z'icyaha cye.

14Niba hari umunyamahanga uri iwanyu, agashaka guhimbaza Pasika y'Uhoraho, azakurikize amategeko n'imigenzo yayo. Iyo mihango izaba imwe ku munyamahanga no ku munyagihugu kavukire.»

### Igicu gitwikira Ingoro y'Uhoraho

15Ku munsi bubatseho Ingoro, ari ryo hema ry'ibonaniro, haje igicu kirayitwikira; nimugoroba gipfukira Ingoro gisa n'umuriro kugeza mu gitondo.

16Bigahora bigenda bityo: buri joro igicu cyatwikiraga Ingoro, gisa n'umuriro.

17Uko igicu cyavaga ku ngoro, kikazamuka hejuru, Abayisraheli barahagurukaga, bagakomeza urugendo rwabo. Aho icyo gicu cyahagararaga ni ho Abayisraheli bashingaga ingando.

18Bityo Abayisraheli bakagenda babitegetswe n'Uhoraho, bakanashinga ingando ari we ubibategetse. Bakayigumamo igihe cyose igicu kikiri hejuru y'Ingoro.

19N'iyo cyahagumaga igihe kirekire Abayisraheli bumviraga Uhoraho bagakomeza kumukorera ntibagende.

20Hari ubwo icyo gicu cyamaraga iminsi mike ku Ngoro. Bityo ku itegeko ry'Uhoraho bagashinga ingando, ku itegeko ry'Uhoraho bakagenda.

21Hari n'ubundi igicu cyagumaga ku Ngoro ijoro rimwe, mu gitondo cyahaguruka na bo bakagenda.

22Igihe cyose igicu cyamaraga ku Ngoro, ari iminsi ibiri, ukwezi kumwe cyangwa kikahatinda kurushaho, Abayisraheli bashingaga ingando ntibagende; cyahaguruka na bo bakagenda.

23Bityo ku itegeko ry'Uhoraho bagashinga ingando, ku itegeko ry'Uhoraho bakagenda. Abayisraheli bumviraga Uhoraho bagakurikiza amategeko ye, uko yari yarayababwiye ayanyujije kuri Musa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Ibarura 10

### Impanda za feza

1Uhoraho abwira Musa, ati

2«Koresha impanda ebyiri uzicurishe muri feza. Uzazifashisha uhamagara imbaga cyangwa uhagurutsa ingando.

3Nibavuza izo mpanda, imbaga yose izakoranira iruhande rwawe ku muryango w'ihema ry'ibonaniro.

4Nihavuga imwe gusa, abatware b'imiryango bonyine ni bo bazakoranira iruhande rwawe.

5Nibavuza mu ijwi riranguruye, ingando z'iburasirazuba zizagenda.

6Nibavuza ubwa kabiri mu ijwi riranguruye, ingando zo mu majyepfo zizagenda. Ingando zose zizahagurutswa n'ijwi riranguruye.

7Naho mu guhamagaza imbaga, muzavuza mu ijwi rirongoroye, ariko ritaranguruye.

8Abaherezabitambo ari bo bahungu ba Aroni ni bo bonyine bazavuza izo mpanda. Ibyo bibabere itegeko ridakuka kuri mwebwe no ku bazabakomokaho.

9Umwanzi nabatera mu gihugu cyanyu, mukajya kumurwanya, mujye muvuza izo mpanda mu ijwi riranguruye. Bityo Uhoraho Imana azabibuka maze abakize ababisha banyu.

10Ku munsi w'ibyishimo, uw'ibirori na buri wa mbere w'ukwezi, muzavuza izo mpanda kugira ngo amajwi yazo aherekeze ibitambo byanyu bitwikwa cyangwa by'ubuhoro; ibyo bizatuma Imana yanyu ibibuka. Ndi Uhoraho Imana yanyu.»

# ABAYISRAHELI BAVA KURI SINAYI BEREKEZAMU BIBAYA BYA MOWABU

### Uko imiryango ya Israheli yakurikiranaga mu igenda

11Mu mwaka wa kabiri, ku munsi wa makumyabiri w'ukwezi kwa kabiri, igicu kizamuka kiva ku ihema ry'ibonaniro.

12Abayisraheli bahaguruka mu butayu bwa Sinayi, buri muryango ukwawo, maze igicu gihagarara mu butayu bwa Parani.

13Bwari ubwa mbere bahaguruka ku itegeko ry'Uhoraho bari bagejejweho na Musa.

14Habanje kugenda abari mu ngando ya bene Yuda, n'imitwe y'ingabo zabo. Ingabo za bene Yuda zategekwaga na Nashoni mwene Aminadabu.

15Ingabo za bene Isakari zategekwaga na Netaneli mwene Shuwari.

16Naho ingabo za bene Zabuloni zigategekwa na Eliyabu mwene Heloni.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17Ingoro y'Uhoraho barayiremura, bene Gerishoni na bene Merari bagenda bayihetse.

18Abari mu ngando ya Rubeni na bo bahagurukana n'imitwe y'ingabo zabo. Ingabo za bene Simewoni zategekwaga na Elishuru mwene Shedewuru.

19Ingabo za bene Simewoni zategekwaga na Shelumiyeli mwene Shurishadayi.

20Naho ingabo za bene Gadi zigategekwa na Eliyasafu mwene Dewuyeli.

21Hakurikiraho Abakehati, bagenda bikoreye ibikoresho bitagatifu. Abandi bose bababanza imbere, kuko bagombaga gushinga Ingoro Abakehati batarahagera.

22Hongera gukurikiraho abari mu ngando ya bene Efurayimu, n'imitwe y'ingabo zabo. Ingabo za bene Efurayimu zategekwaga na Elishama mwene Amihudi.

23Ingabo za bene Manase zategekwaga na Gameliyeli mwene Pedashuri.

24Naho ingabo za bene Benyamini zategekwaga na Avidani mwene Gidewoni.

25Nyuma iyaherutse izindi zose, ni ingando ya bene Dani, n'imitwe y'ingabo zayo. Ingabo za bene Dani zategekwaga na Ahiyezeri mwene Amishadayi.

26Ingabo za bene Asheri zategekwaga na Pagiyeli, mwene Okrani.

27Naho ingabo za bene Nefutali zigategekwa na Ahira mwene Eyinani.

28Uko ni ko Abayisraheli bahagurutse n'imitwe y'ingabo zabo, nuko baragenda.

### Musa ashaka uzabayobora mu rugendo

29Musa abwira Hobabu mwene Rewuyeli w'Umumadiyani, ari we sebukwe, ati «Tugiye mu gihugu Uhoraho yadusezeranije, agira ati 'Ndakibahaye'. None, ngwino tujyane, tuzasangire ihirwe Uhoraho yasezeranije Israheli.»

30Hobabu aramusubiza ati «Ntituzajyana, ndifuza gusubira mu gihugu cyanjye, muri bene wacu.»

31Musa arongera ati «Widutererana! Kuko wowe uzi ahantu twashobora gushinga ingando mu butayu, uzatuyobore inzira.

32Kandi nuza tukajyana, ihirwe Uhoraho azatugirira, uzaribonaho.»

33Ubwo bava ku musozi w'Uhoraho, bafata urugendo rw'iminsi itatu. Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho bwabagendaga imbere, kugira ngo bubashakire ahantu bashoboraga gushinga ingando.

34Igicu cy'Uhoraho cyabatwikiraga ku manywa, iyo babaga bavuye mu ngando.

35Iyo ubushyinguro bwahagurukaga, Musa yaravugaga, ati «Haguruka Nyagasani, abanzi bawe batatane, abakurwanya bahunge kure yawe!»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

36 Igicu cyahagarara, akavuga ati «Garuka, Nyagasani, uture mu mbaga nyamwinshi y'Abayisraheli!»

## Ibarura 11

### Abayisraheli i Tavera

1 Umunsi umwe, imbaga y'Abayisraheli itangira kwijujuta, maze Uhoraho abyumvise ntibyamushimisha, ahubwo biramurakaza cyane. Nuko umuriro w'Uhoraho uyogoza imbaga, utwika uruhande rumwe rw'ingando.

2 Imbaga itakira Musa, na we atakambira Uhoraho, maze umuriro urahosha.

3 Aho hantu bahita Tavera, ari byo kuvuga 'ahayogojwe', kuko umuriro w'Uhoraho wari wahayogoreje Abayisraheli.

### Abayisraheli basaba inyama

4 Muri bo hari agatsiko k'abantu, bafatwa n'amerwe, bituma n'Abayisraheli ubwabo batangira kwijujuta bavuga bati «Ni nde uzaduha inyama zo kurya?

5 Turibuka amafi twariraga ubuntu mu Misiri, ibihaza, imyungu, hamwe n'ibitunguru by'ibibabi, n'iby'ibijumba!

6 Nta na kimwe tukibona muri ibyo, none ubuzima bwacu burakendera! Nta kindi turya uretse manu.»

7 Manu iyo yari imeze nk'urubuto rwa koriyanderi ikererana nk'ubujeni buva mu biti.

8 Imbaga yayagaraga ijya kuyitoragura; bakayisya ku rushyo, cyangwa bakayisekura. Nyuma igatekwa mu nkono, igakorwamo utugati. Yaryohaga nk'umutsima bavugishije amavuta.

9 Iyo urume rwatondaga ku ngando nijoro, ni na ho manu yayigwagaho.

10 Musa yumva imbaga yijujuta, buri muntu ari ku muryango w'ihema rye. Uhoraho biramurakaza cyane maze Musa abwirana agahinda Uhoraho agira ati

11 «Ni iki gituma ugirira nabi umugaragu wawe? Ni iki gituma untererana ukankorera umutwaro wo kuyobora iyi mbaga yose?

12 Ni jye se wasamye inda ndababyara kugira ngo untegeke kubabumbatira ku gituza nk'uko umurezi abumbatira umwana muto, bakazarinda bagera mu gihugu wasezeranije ba sekuruza?

13 Nzakura hehe inyama zo guha iriya mbaga yose ihora inyijujutaho ivuga ngo 'Duhe inyama zo kurya.'

14 Jyewe jyenyine singishoboye kwihanganira umutwaro undemereye cyane wo kuyobora iyi mbaga.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Niba uzahora ungenzereza utya, ndakwinginze ngo umbabarire unyice aho kugira ngo nkomeze kubabazwa n'ibyago byanjye!»

16Uhoraho abwira Musa, ati «Nkoranyiriza abantu mirongo irindwi bo mu batware ba Israheli, abagabo uziho kuba abakuru n'abacamanza b'umuryango. Uzabajyane ku ihema ry'ibonaniro, bahagararane nawe imbere yanjye.

17Nzamanuka nkuvugishe, maze mfate ku mwuka ukurimo nywubashyiremo bazajye bagufasha kuyobora imbaga; bityo ntuzongera kwikorera uwo mutwaro wenyine.

18Kandi ubwire imbaga y'Abayisraheli, uti 'Nimwisukurire umunsi w'ejo, muzashobore kurya inyama kuko Uhoraho yumvise imyijujuto yanyu igihe mwavugaga muti: Ni nde usaduha inyama zo kurya? Ko twari twimereye neza mu Misiri! Uhoraho rero agiye kubaha inyama maze muzazirye.

19Kandi ntimuzazirya umunsi umwe, ibiri, itanu, icumi cyangwa makumyabiri yonyine,

20ahubwo muzazirya ukwezi kose kugeza ubwo zizajya zibaca mu mazuru, kugeza ubwo zizabatera iseseme. Ibyo byose kuko mwitandukanyije n'Uhoraho mukamwinuba muvuga ngo: Ni kuki rwose twimutse mu Misiri?»

21Musa arasubiza ati «Uyu muryango ndimo ufite abantu barenga ibihumbi magana atandatu, nawe ukavuga ko ugiye kubaha inyama bakazazirya ukwezi kose!

22N'iyo umuntu yabaga umukumbi w'ubushyo bw'amatungo yose, urabona byabahaza? N'iyo umuntu yabarobera amafi yose yo mu nyanja, hari aho yabakora?»

23Uhoraho abwira Musa, ati «Ububasha bw'ukuboko kw'Uhoraho bwaba bwabaye buke? Uzaba ureba niba ijambo ryanjye nakubwiye rizahera!»

### Imana iha ku mwuka wayo abatware mirongo irindwi ba Israheli

24Musa asohoka mu ihema ry'ibonaniro, ajya kubwira imbaga amagambo y'Uhoraho. Akoranya abantu mirongo irindwi bo mu bakuru b'imiryango, baraza bakikiza ihema ry'ibonaniro.

25Uhoraho amanukira mu gacu, avugisha Musa. Agabanyaho muke ku mwuka wari muri Musa kugira ngo awuhe ba bakuru mirongo irindwi b'imiryango. Wa mwuka ubagezemo batangira guhanura ariko baza kurekeraho.

26Hari abagabo babiri Elidadi na Medadi, bari basigaye mu ngando. Bari mu murongo w'abagombaga guhabwa umwuka, uretse ko batari basohotse ngo bajye ku ihema ry'ibonaniro. Ariko na bo umwuka ubajyaho, nuko bahanurira mu ngando.

27Umwana w'umuhungu aza yiruka abwira Musa, ati «Elidadi na Medadi barimo barahanurira mu ngando!»

28Yozuwe mwene Nuni wari umufasha wa Musa kuva mu buto bwe, aravuga ati

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

«Shobuja Musa, babuze!»

[29]Musa aramusubiza ati «Waba se wabagiriye ishyari kubera jyewe? Iyaba Uhoraho yarasakaje umwuka we ku muryango we wose, maze bose bagahinduka abahanuzi!»

[30]Musa n'abakuru ba Israheli basubira mu ngando.

### Inkware z'i Kiviroti-Tawa

[31]Umuyaga woherejwe n'Uhoraho uturuka mu nyanja, uzana inkware uzigusha ku ngando no ku mpande zayo zose, zandagara ahantu h'urugendo rw'umunsi wose, ikirundo cyazo kireshya n'imikono ibiri.

[32]Imbaga irahaguruka yiriza uwo munsi wose, ikesha ijoro, ifatira n'undi munsi wose igitoragura izo nkware. Uwari yatoye nke yujuje intonga cumi. Izo nkware bazanika mu mpande zose z'ingando.

[33]Inyama zazo, bakizikozaho iryinyo, batararangiza kuzitapfuna, Uhoraho arabarakarira cyane, nuko imbaga y'Abayisraheli ayahuramo icyorezo gikaze.

[34]Aho hantu bahita i Kiviroti-Tawa ari byo kuvuga 'Imva zatewe n'umururumba', kuko ariho bahambye imbaga y'abantu bari bafashwe n'umururumba.

### Miriyamu afatwa n'ibibembe

[35]Imbaga y'Abayisraheli yavuye i Kiviroti-Tawa yerekeza i Haseroti.

## Ibarura 12

[1]Bamaze kuhagera ni bwo Miriyamu na Aroni baneguraga Musa ko yashatse umugore w'Umunyekushi.

[2]Baribazaga bati «Ese ubundi Uhoraho yavugishije Musa wenyine? Twebweho ntiyatuvugishije?» Nuko Uhoraho arabyumva.

[3]Musa yari umugabo uzi kwiyoroshya, nta muntu n'umwe ku isi wamurushaga kwicisha bugufi.

[4]Uhoraho atungura Musa, Aroni na Miriyamu, arababwira ati «Mwese uko muri batatu mujye ku ihema ry'ibonaniro.» Nuko bose uko ari batatu bajya ku ihema ry'ibonaniro.

[5]Uhoraho amanukira mu nkingi y'igicu, ahagarara ku muryango w'ihema ry'ibonaniro, maze ahamagara Aroni na Miriyamu, bombi bigira imbere ye.

[6]Arababwira ati «Nimwumve neza amagambo yanjye: Niba muri mwe harimo umuhanuzi, ni uko jyewe Uhoraho mubonekera nkamwibwira, cyangwa nkamuvugisha mu nzozi.

[7]Nta bwo rero ari nk'uko ngenzereza umugaragu wanjye Musa; we ni umugabo w'inkoramutima nashinze umuryango wanjye wose.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8Muvugisha imbonankubone bitari mu marenga, nkamwiyereka, bityo akabona
ishusho y'Uhoraho. None se mutinyutse mute kunegura umugaragu wanjye Musa?»

9Uhoraho arabarakarira cyane maze aragenda.

10Agacu karazimira hejuru y'ihema ry'ibonaniro, naho Miriyamu we aba yasheshe
ibibembe byererana nk'urubura. Aroni arahindukira areba Miriyamu asanga
yafashwe n'ibibembe.

11Abwira Musa, ati «Shobuja, ndakwinginze, widushyiraho ingaruka z'icyaha
twakoze, dusanzwe turi abapfu, tukaba n'abanyabyaha!

12Ndagusabye Miriyamu ye guhinduka nk'umwana wapfuye akivuka, agasohoka mu
nda ya nyina umubiri we waraboze igihande kimwe!»

13Musa atakambira Uhoraho, agira ati «Mana, gira impuhwe umukize!»

14Nuko Uhoraho abwira Musa, ati «Iyo se aba yamuciriye mu maso, ntiyari gukorwa
n'isoni iminsi irindwi yose? Noneho rero niyirukanwe mu ngando, namara iminsi
irindwi hanze yayo azabone kugaruka mu mwanya we.»

15Miriyamu bamwirukana mu ngando mu gihe cy'iminsi irindwi, imbaga
y'Abayisraheli na yo ntiyaba ikivuye aho mbere y'uko agaruka mu mwanya we.

16Nyuma y'ibyo, Abayisraheli bavuye i Haseroti, bajya gushinga ingando mu butayu
bwa Parani.

## Ibarura 13

### Musa yohereza abatasi muri Kanahani

1Uhoraho abwira Musa, ati

2«Ohereza abantu bajye gutata igihugu cya Kanahani jyewe ngabiye Abayisraheli.
Muzohereza abantu bavuye muri buri nzu, buri wese ahagarariye inzu y'abasekuruza
be; kandi abazoherezwa bazava mu batware ba Israheli.»

3Guhera mu butayu bwa Parani, Musa arabohereza, nk'uko Uhoraho yari yabitegetse.
Abo bantu bose bari bavuye mu batware ba Israheli.

4Dore amazina yabo: Uwari uhagarariye inzu ya Rubeni, ni Shamuwa mwene Zakuri.

5Uwari uhagarariye inzu ya Simewoni, ni Shafati mwene Hori.

6Uwari uhagarariye inzu ya Yuda, ni Kalebu mwene Yefune.

7Uwari uhagarariye inzu ya Isakari, ni Yigweyali mwene Yozefu.

8Uwari uhagarariye inzu ya Efurayimu, ni Hosheya mwene Nuni.

9Uwari uhagarariye inzu ya Benyamini, ni Paliti mwene Rafu.


© 2012, Bible Society of Rwanda.

10Uwari uhagarariye inzu ya Zabuloni, ni Gadiyeli mwene Sodi.

11Uwari uhagarariye inzu ya Yozefu ari yo ya Manase, ni Gadi mwene Susi.

12Uwari uhagarariye inzu ya Dani, ni Amiyeli mwene Gemali.

13Uwari uhagarariye inzu ya Asheri, ni Sheturi mwene Mikayeli.

14Uwari uhagarariye inzu ya Nefutali, ni Nahibi mwene Wofusi.

15Uwari uhagarariye inzu ya Gadi, ni Gewuyeli mwene Maki.

16Ayo ni yo mazina y'abantu Musa yohereje gutata igihugu cya Kanahani; Hosheya mwene Nuni, Musa amwita izina rya Yozuwe.

17Musa abohereza gutata igihugu cya Kanahani, agira ati «Mugende, munyure kuri Negevu, muterere umusozi

18maze murebe niba abaturage b'aho ari abanyembaraga cyangwa niba ari abanyantege nkeya.

19Muzarebe niba icyo gihugu gituwe n'abo bantu ari cyiza cyangwa ari kibi, murebe niba imigi batuyemo ari ingando cyangwa niba ari ibigo by'intavogerwa.

20Muzarebe niba icyo gihugu cyera imyaka cyangwa niba kiyirumbya, murebe kandi niba giteye amashyamba cyangwa niba ari nta yo. Muzanashirike ubute maze musorome ku mbuto z'icyo gihugu.» Koko rero cyari igihe cy'imizabibu ya mbere.

21Nuko barazamuka batata icyo gihugu, bahera ku butayu bwa Sini bagera i Rehovu hafi ya Lebo- Hamati.

22Bazamukira kuri Negevu, bagera kuri Heburoni ahari hatuwe na Ahimani, Sheshayi na Talumayi, abuzukuru b'Abanaki. Heburoni iyo yari yarubatswe imyaka irindwi mbere y'uko Tanisi yo mu Misiri yubakwa.

23Bageze mu kibaya cya Eshikoli, bahatema ishami ry'umuzabibu rifite iseri bagombye guhekesha umutsibo ari babiri. Basoromye kandi ku matunda, no ku mbuto z'imitini.

24Aho hantu bahita ikibaya cya Eshikoli, ari byo kuvuga 'Ikibaya cy'iseri', kubera rya seri ry'umuzabibu Abayisraheli bahasoromye.

### Abatasi bavuga iby'urugendo rwabo

25Ubutasi bw'icyo gihugu babumazemo iminsi mirongo ine.

26Bagaruka i Kadeshi mu butayu bwa Parani, bahasanga Musa, Aroni n'imbaga yose y'Abayisraheli. Bababwira iby'urugendo rwabo, banabereka imbuto zo muri icyo gihugu bavuyemo.

27Batekerereza Musa iyi nkuru, bati «Twagiye mu gihugu watwoherejemo, dusanga

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

rwose ari igihugu gitemba amata n'ubuki; mbese dore n'imbuto cyera!

[28]Ariko rero, abantu bagituye ni abanyamaboko cyane, imigi yabo ni ibigo bigari,
bikikijwe n'inkuta z'amabuye. Twahasanze kandi n'abuzukuru b'Abanaki.

[29]Abamaleki batuye mu ntara ya Negevu, Abahiti, Abayebuzi n'Abahemori batuye mu
misozi, naho Abakanahani batuye hafi y'inyanja no ku nkombe z'uruzi rwa
Yorudani.»

[30]Kalebu acecekesha imbaga yari itaramiye Musa, agira ati «Reka tugende, tuzamuke,
twigabize kiriya gihugu; nta gushidikanya ko tuzagitsinda, tukakigarurira.»

[31]Ariko abari bajyanye na Kalebu muri ubwo butasi, baramusubiza bati
«Ntidushobora gutera bariya bantu kuko baturusha amaboko.»

[32]Ndetse batangira no kugayira cyane Abayisraheli, icyo gihugu bari baratase,
bavuga bati «Igihugu twazengurutse kugira ngo tugitate, twasanze ari igihugu kica
nabi abagituye, kandi n'abantu twahabonye ni abagabo barebare b'inkorokoro.

[33]Twanahabonye ba bantu b'ibihangange, bene Anaki, bo mu bwoko bw'abantu
b'ibihambati. Imbere yabo twumvaga turi nk'inzige, kandi koko na bo ubwabo ni ko
babonaga tungana.»

## Ibarura 14

### Abayisraheli banga kwinjira muri Kanahani

[1]Imbaga yose yishyira hamwe irasakabaka ndetse irara irira ijoro ryose.

[2]Abayisraheli bose bagarambira Musa na Aroni; maze imbaga ibabwirira icyarimwe
iti «Iyaba twaraguye mu gihugu cya Misiri! Cyangwa se tugapfira muri ubu butayu!

[3]Ni kuki Uhoraho atujyanye muri kiriya gihugu ngo tuzaharimburirwe n'inkota?
Abagore bacu n'abana bacu bazabanyaga. Ese ikiruta kuri twebwe si uko
twakwisubirira mu Misiri?»

[4]Nuko barabwirana bati «Twitorere umutware maze twisubirire mu Misiri!»

[5]Musa na Aroni bikubita hasi bubika amaso ku butaka, imbere y'imbaga
y'Abayisraheli.

[6]Yozuwe mwene Nuni na Kalebu mwene Yefune bari mu mubare w'abagiye gutata
icyo gihugu bashishimura imyambaro yabo.

[7]Maze ni ko kubwira ikoraniro ry'Abayisraheli, bati «Icyo gihugu twazengurutse
kugira ngo tugitate, ni igihugu cyiza cyane!

[8]Uhoraho nadutonesha, azatujyana muri icyo gihugu gitemba amata n'ubuki, maze
akiduhe.

[9]Mureke rero kwivumburira Uhoraho, mwoye no gutinya abantu bo muri kiriya


© 2012, Bible Society of Rwanda.

gihugu; mu kubatsinda tuzabayongobeza mu kanya gato! Imana zabo ntizikibarinda, ngo zibatwikirize igicucu cyazo, ariko twebwe Uhoraho ari kumwe natwe. Mwibatinya rero!»

### Musa asabira umuryango imbabazi

10Imbaga yose yari mu migambi yo kubicisha amabuye, nuko ikuzo ry'Uhoraho ryigaragariza Abayisraheli bose ku ihema ry'ibonaniro.

11Uhoraho abwira Musa, ati «Uriya muryango uzansuzugura kugeza na ryari? Bazamburirira icyizere kugeza ryari n'ibimenyetso byose nagiriye rwagati muri bo?

12Ngiye kubahuramo icyorezo, mbambure umurage wabo, noneho wowe nzagukomoreho umuryango munini kandi ukomeye kurusha uriya.»

13Musa asubiza Uhoraho, ati «Abanyamisiri bazi ko uyu muryango wavanywe iwabo n'imbaraga zawe,

14ndetse babikwije no mu batuye iki gihugu. Ubu bazi ko wowe Uhoraho uri muri uyu muryango rwagati, ukaba uwiyereka imbonankubone, kandi ko igicu cyawe kiwutwikiriye. Bazi ko wowe ubwawe, ku manywa uwugenda imbere mu nkingi y'igicu, naho nijoro ukawugenda imbere mu nkingi y'umuriro.

15None ngo wakwica uyu muryango nk'umuntu umwe! Amahanga yamenye inkuru y'ubwamamare bwawe yakurizaho kuvuga ngo

16'Uhoraho ntiyari ashoboye gucyura uriya muryango mu gihugu yawusezeranije, ni na yo mpamvu yawutikirije mu butayu.'

17Ahubwo ndasaba ngo imbaraga z'umutegetsi wanjye zigaragaze! Kuko wabyivugiye muri aya magambo, uti

18'Ndi Uhoraho, sindakara vuba, nuje ubudahemuka kandi nihanganira uncumuyeho n'unyiteyeho hejuru, ariko sindenzaho ngo nibagirwe, igicumuro cy'ababyeyi ngikurikirana ku bana babo, nkageza ku buzukuruza cyangwa ku buvivi.'

19Kuko impuhwe zawe zahebuje, babarira uyu muryango icyaha cyawo, nk'uko nanone wawihanganiye kuva mu Misiri kugeza aha.»

### Umuryango ugomba kuzamara imyaka mirongo ine mu butayu

20Uhoraho asubiza Musa, ati «Ndababababariye nk'uko wabisabye.

21Ariko rero, ndabirahiye uko izina ryanjye ari Uhoraho, Nyir'ubuzima, n'uko ikuzo ryanjye risakaye ku isi yose:

22Bariya bantu babonye ikuzo ryanjye n'ibimenyetso nakoreye mu Misiri no mu butayu, hanyuma bakaba bamaze kungerageza incuro cumi zose banga kunyumvira,

23nta n'umwe muri bo, ndabirahiye, uzabona igihugu nasezeranije ababyeyi babo; nta n'umwe muri bariya bansuzuguye uzakibona!


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

24Ariko umugaragu wanjye Kalebu, kuko afite undi mutima, akaba yarankurikiye atajijinganya, nzamujyana muri icyo gihugu yavuye gutata, maze abuzukuru be bazagitunge;

25naho Abamaleki n'Abakanahani bazakomeze bature mu kibaya. Guhera ejo, muzasubize inyuma, mwerekeze mu butayu mugana ku nyanja y'Urufunzo.»

26Uhoraho abwira Musa na Aroni, ati

27«Nzihanganira iyi mbaga iteye icyangiro idasiba kunyiteruraho ngeze ryari? Numvise neza amagambo y'imyijujuto Abayisraheli badahwema kuntera.

28Ubabwire rero, uti 'Ndabirahiye, mu izina ryanjye Uhoraho, Nyir'ubuzima: nzabagenzereza ibihuje n'akabavamo niyumviye. Uwo ari Uhoraho ubivuga!

29Mwebwe mwese ababaruwe mugejeje ku myaka makumyabiri, mwebwe mwese abanyiteruyeho, uko mungana, ni muri ubu butayu intumbi zanyu zizagarama.

30Ndabirahiye: nta bwo muzinjira mu gihugu nari naragiriye indahiro yo kubatuzamo; usibye Kalebu mwene Yefune mwene Nuni.

31Naho abana banyu mwavugaga ko bazaba iminyago, nzakibajyanamo maze bamenye icyo gihugu mwebwe mwanze.

32Mwebwe mwenyine, intumbi zanyu zizagarama muri ubu butayu.

33Mu gihe cy'imyaka mirongo ine, abahungu banyu bazararagira mu butayu, bashengurwe n'intimba y'ubuhemu bwanyu, kugeza ubwo intumbi zanyu zose zizagarama muri ubu butayu.

34Mbese uko iminsi yabaye mirongo ine yo gutata igihugu, umunsi umwe nzawubara ho umwaka, maze mu gihe cy'imyaka mirongo ine, muzashengurwe n'intimba y'ibyaha byanyu, maze muzamenyereho icyo ari cyo umugayo wanjye.

35Jyewe Uhoraho ndabivuze kandi ndabirahiriye, nguko uko nzagenzereza iriya mbaga iteye icyangiro yampagurukiye. Amaherezo yabo bose ni aha mu butayu, ni ho bazagwa.»

36Ba bagabo Musa yari yohereje gutata cya gihugu, bagahindukira bagisebya, bakanamuteza imbaga yose,

37abo ngabo rero bari bagize ubugome bwo gusebya icyo gihugu, urupfu rw'impanuka rwababakubitiye mu maso y'Uhoraho.

38Yozuwe mwene Nuni na Kalebu mwene Yefune ni bo bonyine barokotse mu bari baragiye gutata icyo gihugu.

### Imbaga isuzugura bundi bushya

39Musa yagejeje ku Bayisraheli bose ayo magambo, maze batangira kwicwa


© 2012, Bible Society of Rwanda.

n'agahinda.

40Bukeye mu museso, bazamuka bagana mu misozi miremire bavuga bati «Ni koko twaracumuye, noneho turemeye, tugiye mu gihugu Uhoraho yatweretse.»

41Musa arasubiza ati «Ibyo mukora ni ibiki? Muraca ku itegeko ry'Uhoraho! Nta bwo bizabahira!

42Mwikwirirwa muzamuka kuko Uhoraho atakiri kumwe namwe; mwikwishyira ababisha banyu ngo babatsinde.

43Abamaleki n'Abakanahani bari hariya imbere yanyu, muzagwa ku bugi bw'inkota zabo. Kandi ubwo mwaretse kumukurikira, Uhoraho ntakiri kumwe namwe.»

44Ariko bo baranga, barazamuka berekeza mu misozi miremire, kandi ari Musa ari n'ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho, ntibava mu ngando.

45Abamaleki n'Abakanahani bari batuye muri iyo misozi baramanuka, barabarwanya, barabatsemba kugeza i Horima.

## Ibarura 15

### Ituro ry'ifu, iry'amavuta n'irya divayi

1Uhoraho abwira Musa, ati

2«Dore ibyo uzabwira Abayisraheli: Igihe muzamara gutaha mu gihugu nzabaha ngo muzagiture;

3igihe muzatura Uhoraho ibiribwa, igitambo gitwikwa cyangwa icy'amatungo magufi n'amaremare, nimushaka kurangiza indahiro mwahize, cyangwa gutura igitambo ku bushake bwanyu, cyangwa se ari igitambo cyo mu minsi mikuru yanyu, nimutura rero Uhoraho ibiribwa bifite impumuro imwurura,

4uzabimushyira azatange ituro ry'icyibo cy'ifu ivugishijwe kimwe cya kane cy'akabindi k'amavuta.

5Naho divayi y'igitambo giseswa, uzatura kimwe cya kane cy'akabindi giherekejwe n'igitambo gitwikwa, cyangwa n'igitambo gisanzwe niba ari umwana w'intama.

6Niba ari isekurume y'intama, uzatura ibyibo bibiri by'ifu ivugishijwe kimwe cya gatatu cy'akabindi k'amavuta,

7wongereho na kimwe cya gatatu cy'akabindi ka divayi yo guturwaho igitambo giseswa. Uzatura utyo Uhoraho ibyo biribwa bifite impumuro imwurura.

8Uhoraho numutura ikimasa ho igitambo gitwikwa cyangwa igitambo cy'ubuhoro,

9icyo kimasa kizaherekezwa n'ituro ry'ibyibo bitatu by'ifu ivugishijwe kimwe cya kabiri cy'akabindi k'amavuta.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Naho divayi y'igitambo giseswa, uzatura kimwe cya kabiri cy'akabindi. Ibyo bizabera Uhoraho ifunguro rifite impumuro imwurura.

11Ituro ryaba ikimasa, isekurume y'intama, umwana w'intama cyangwa ihene, ni uko muzajya mugenza.

12Amatungo muzatura uko azaba angana kose, muzagenza mutyo kuri buri tungo.

13Ni uko umunyagihugu kavukire wese azajya atura ibitambo, igihe azaba ashyikiriza Uhoraho ibiribwa bifite impumuro imwurura.

14Umunyamahanga uzaba ubatuyemo vuba, cyangwa ubamazemo ibisekuruza byinshi, natura Uhoraho ibiribwa bifite impumuro imwurura, azakore nk'uko mubigenza.

15Kuko mwishyize hamwe, mwebwe ubwanyu n'umunyamahanga uzaba atuye iwanyu, muzagira umuhango umwe. Uzaba umuhango udahinduka mu maso y'Uhoraho, kuri mwebwe no ku munyamahanga mu myaka yose.

16Hazaba itegeko rimwe, n'umuhango umwe, kuri mwebwe no ku munyamahanga uzaba atuye iwanyu.»

### Ituro ry'imigati y'umuganura

17Uhoraho abwira Musa, ati

18«Dore ibyo uzabwira Abayisraheli: Nimumara kugera mu gihugu ngiye kubajyanamo,

19mukarya ku migati yacyo, muzagabanyeho iy'ituro mugomba guha Uhoraho.

20Ku mutsima w'umuganura, muzagabanyeho irobe ry'ituro mugomba guha Uhoraho. Iryo gabanya muzarikora nk'uko musanzwe mubigenza ku yindi misaruro.

21Ku mitsima y'umuganura, muzagomba guhaho ituro Uhoraho; muzabigenze mutyo no mu myaka yose.

### Ibitambo by'icyaha kitagambiriwe

22Hari ubwo, kubera uburangare, muzaca kuri rimwe muri ayo mategeko Uhoraho yabwiye Musa,

23mukarenga ku byo yategetse abinyujije kuri Musa kuva ku munsi yabitegetseho na nyuma yaho uko ibisekuru byagiye bisimburana.

24Icyo cyaha kitagambiriwe, n'iyo cyaba cyakozwe ikoraniro ritabizi, ikoraniro ryose rizatura Uhoraho ikimasa ho igitambo gitwikwa gifite impumuro imwurura. Rizatanga kandi ituro risanzwe n'ibitambo biseswa uko byateganijwe, kandi n'isekurume y'ihene yo guturwaho igitambo cy'impongano y'icyaha.

25Umuherezabitambo azakora umuhango wo guhanagura icyaha ku ikoraniro


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ry'Abayisraheli, bityo babe baronse imbabazi. Kuko ari icyaha kitagambiriwe, kandi bazaba bazaniye Uhoraho amaturo yabo, ibiribwa hamwe n'ibitambo by'impongano y'icyo cyaha.

26Imbabazi zizahabwa ikoraniro ryose ry'Abayisraheli n'umunyamahanga uzaba abarimo, kuko icyo cyaha kitagambiriwe kizaba cyahamye umuryango wose.

27Niba ari umuntu umwe ukoze icyaha atagambiriye, azatura ihene y'umwaka umwe ho igitambo cy'impongano y'icyaha.

28Umuherezabitambo azakorera mu maso y'Uhoraho umuhango wo guhanagura icyaha kitagambiriwe kuri uwo muntu uzaba yagikoze kubera uburangare. Azamukoreraho umuhango wo guhanagura icyaha, bityo imbabazi abe azironse.

29Yaba uwo mu Bayisraheli, umunyagihugu kavukire cyangwa umunyamahanga ubatuyemo, muzakurikiza itegeko rimwe ku muntu wakoze icyaha kubera uburangare.

30Ariko umuntu ukoze icyaha yabigambiriye, yaba umunyagihugu kavukire cyangwa umunyamahanga, aba atutse Uhoraho. Uwo muntu azacibwa mu muryango we,

31kuko azaba yasuzuguye ijambo ry'Uhoraho, akanaca ku mategeko ye. Uwo muntu agomba gucibwa, icyaha cye kigakomeza kumuhama.

### Urugero rw'umuntu waciye ku itegeko rya Sabato

32Abayisraheli bari bakiri mu butayu, maze umugabo umwe afatwa atora inkwi ku munsi wa Sabato.

33Abari bamufashe atora inkwi bamujyana imbere ya Musa, Aroni n'ikoraniro ryose.

34Baba bamurinze igihe bategereje amabwiriza yerekeye igihano ari buhabwe.

35Uhoraho rero abwira Musa, ati «Uriya mugabo azicwe; ikoraniro ryose rizamuterere amabuye hanze y'ingando.»

36Ikoraniro ryose rimujyana hanze y'ingando, bamutera amabuye, maze arapfa. Ibyo ni byo Uhoraho yari yategetse Musa.

### Incunda zo ku myambaro

37Uhoraho abwira Musa, ati

38«Abayisraheli n'abazabakomokaho bazatere incunda ku misozo y'imyenda yabo. Izo ncunda zirenga ku myenda yabo, bazazidodereho agashumi gatukura.

39Kazabafasha kurema wa musozo; nimuwubona, muzibuka amategeko y'Uhoraho maze muzayakurikize, mwoye gushukwa n'imitima yanyu cyangwa n'amaso yanyu, byabakururira ubuhemu.

40Bityo muzatekereza kubahiriza amategeko yanjye, maze mutunganire Imana


© 2012, Bible Society of Rwanda.

yanyu.

41Ndi Uhoraho Imana yanyu, nabakuye mu gihugu cya Misiri kugira ngo mbe Imana yanyu. Ndi Uhoraho Imana yanyu.»

## Ibarura 16

### Kore, Datani na Abiramu bivumbura

1Kore umuhungu wa Yishari mwene Kehati wa Levi agomesha abuzukuru ba Rubeni ari bo Datani na Abiramu bene Eliyabu, hamwe na Oni mwene Peleti.

2Bo rero, bafatanije n'abandi Bayisraheli magana abiri na mirongo itanu, bivumbura kuri Musa. Bari abantu b'ibirangirire, b'abatware b'umuryango, bakaba ari na bo bahagarariraga ikoraniro.

3Nuko rero biterura kuri Musa na Aroni bavuga bati «Twabarambiwe! Abagize ikoraniro bose ni abatagatifu kandi Uhoraho ari hagati yabo; mwakuye he ububasha bwo kwigira abategetsi b'ikoraniro ry'Uhoraho?»

4Musa yumvise ayo magambo yitura hasi, yubika umutwe ku butaka.

5Hanyuma abwira Kore n'abafatanije na we, ati «Ejo mu gitondo, Uhoraho azatumenyesha umuntu uri uwe, w'umutagatifu, kandi unemerewe kumwegera. Uwo azaba yahisemo, azamwemerera kumwegera.

6None rero wowe, Kore n'abantu bawe, nimugenze mutya: mufate ibyotezo,

7ejo muzabicanemo umuriro, maze imbere y'Uhoraho mubishyiremo ububani. Umuntu Uhoraho azahitamo ni we uzaba ari umutagatifu. Nanjye kandi, mwebwe bene Levi, nabarambiwe!»

8Musa arongera abwira Kore, ati «Bene Levi, nimutege amatwi!

9Koko ntimuranyurwa, kuba Imana ya Israheli yarabahisemo ikabemerera kuyegera! Ni mwe murangiza imirimo yo mu Ngoro y'Uhoraho, mukanahagararira ikoraniro igihe muyobora imihango mu izina rya bose.

10Yabemereye kumwegera, wowe, Kore n'abavandimwe bawe bose b'Abalevi. Ibyo mwasanze bitabahagije ku buryo mwarwanira no kuba abaherezabitambo!

11Ubwo ni icyo cyatumye, wowe n'abantu bawe, mwishyira hamwe mukiterura kuri Uhoraho! Aroni se we ni muntu ki kugira ngo mumwijujuteho?»

12Musa ahamagaje Datani na Abiramu bene Eliyabu, baramubwira bati «Nta bwo tuzazamuka ngo tujye muri kiriya gihugu.

13Ibyo ntibihagije kubona waratuzamuye ukadukura mu gihugu gitemba amata n'ubuki, kugira ngo tugwe muri ubu butayu? None ibyo bivuyeho ugashaka no kudutegeka?


© 2012, Bible Society of Rwanda.

14Oya, mu by'ukuri nta bwo watujyanye mu gihugu gitemba amata n'ubuki! Nta bwo waduhaye umurage w'imirima cyangwa uw'imizabibu. Ese urakeka ko bariya bantu ari impumyi? Nta bwo tuzajyayo!»

15Musa ararakara cyane, maze abwira Uhoraho, ati «Ntiwakire ituro ryabo. Nta n'indogobe yabo nigeze mfata. Nta n'umwe muri bo nagiriye nabi.»

### Igihano cya Kore, Datani na Abiramu

16Musa abwira Kore, ati «Wowe n'ingabo zawe, ejo muzabe muri imbere y'Uhoraho hamwe na Aroni.

17Muzafate mwese ibyotezo byanyu, mushyiremo ububani, maze buri wese azabimurikire imbere y'Uhoraho. Byose hamwe bizaba ari magana abiri na mirongo itanu; wowe na Aroni, buri wese azaba afite icye.»

18Bose bafata ibyotezo byabo, bacanamo umuriro, bashyiraho ububani, maze bo, Musa na Aroni bahagarara ku muryango w'ihema ry'ibonaniro.

19Kore akoranyiriza abantu be iruhande rwa Musa na Aroni, ku muryango w'ihema ry'ibonaniro. Nuko ikuzo ry'Uhoraho ryigaragariza imbaga yose,

20maze Uhoraho abwira Musa na Aroni, ati

21«Nimwitandukanye na bariya bantu, muri aka kanya ngiye kubarimbura.»

22Bikubita hasi, maze bubika umutwe ku butaka bavuga bati «Mana, Mana, wowe uha umwuka ikiremwa cyose, umuntu umwe aracumura maze ukarakarira ikoraniro ryose!»

23Uhoraho abwira Musa, ati

24«Bwira ikoraniro rijye kure y'ingo za Kore, Datani na Abiramu.»

25Musa ahagurutse ngo ajye gushaka Datani na Abiramu, abakuru b'imiryango baramukurikira.

26Abwira ikoraniro ryose aya magambo, ati «Mujye kure y'amahema ya bariya bagome, kandi ntimugire ikintu cyabo mukoraho, hato namwe mutavaho murimbuka kubera ibyaha byabo byose!»

27Rubanda rero bajya kure y'ingo za Kore, Datani na Abiramu. Datani na Abiramu bari basohokanye n'abagore babo, abana n'abuzukuru babo, maze bahagarara ku miryango y'amahema yabo.

28Musa aravuga ati «Dore ikizabemeza ko Uhoraho ari we wanyohereje kurangiza bya bikorwa byose, nkaba nta cyo nkora ku bushake bwanjye.

29Bariya bantu, nibicwa n'urupfu rusanzwe rutwara abandi, bakanogoka uko abandi banogoka, Uhoraho ntazaba yaranyohereje.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

30Ariko rero Uhoraho nakora igitangaza, maze isi ikicamo urwobo ikabamirana n'ibyo batunze byose, bakarigita ikuzimu ari bazima, muzamenya ko bariya bantu bari barasuzuguye Uhoraho.»

31Yarangije kuvuga ayo magambo, nuko ubutaka busadukira ku birenge bya Datani na Abiramu.

32Isi yicamo urwobo, ibamirana n'imiryango yabo, hamwe n'abantu ba Kore bose n'ibyabo byose.

33Bo n'ibyo bari batunze byose, birigita ikuzimu ari bazima, isi ibarengaho; nuko bava mu ikoraniro batyo.

34Abayisraheli bari babakikije, bumvise induru zabo, bahunga babwirana bati «Nimucyo duhunge! naho ubundi isi iratumira!»

35Nyuma, Uhoraho yohereza ikibatsi cy'umuriro gitwika ba bagabo magana abiri na mirongo itanu bariho batura imibavu.

## Ibarura 17

### Ibyotezo by'abayoboke ba Kore

1Uhoraho abwira Musa, ati

2«Kuko ibyotezo ari ibintu bitagatifu, bwira umuherezabitambo Eleyazari mwene Aroni abikure mu bishashi by'umuriro, kandi na wo ajye kuwunyanyagiriza kure.

3Ibyotezo by'abo bantu bacumuye bakikururira urupfu, bazabicurishe babikuremo ibyuma byo kubambika ku rutambiro. Kuko babituye Uhoraho, ubu byabaye bitagatifu. Bizabera kandi Abayisraheli urwibutso.»

4Umuherezabitambo Eleyazari afata bya byotezo by'imiringa byatuwe n'abatwitswe n'umuriro, maze babicuramo ibyo kubambika ku rutambiro.

5Yagenjeje atyo kugira ngo bibere Abayisraheli urwibutso, kandi ngo hatagira umuntu uteguriwe Uhoraho, ni ukuvuga udakomoka kuri Aroni, uhegera ngo atwikire imibavu imbere y'Uhoraho. Ibyo bizamurinda kubona ibyago nk'ibya Kore n'abantu be; ibyo byago kandi Uhoraho yari yarabihanuye akoresheje Musa.

### Umuryango uburanya Musa na Aroni

6Bukeye, ikoraniro ry'Abayisraheli ryose riburanya Musa na Aroni rivuga riti «Mwicishije umuryango w'Uhoraho!»

7Icyo gihe ikoraniro ryabivumburagaho, Musa na Aroni barahindukiye bareba ku ihema ry'ibonaniro, basanga igicu cyaritwikiriye; maze ikuzo ry'Uhoraho ririgaragaza.

8Nuko Musa na Aroni bajya ku ihema ry'ibonaniro.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Uhoraho abwira Musa, ati

10«Nimwitandukanye na ririya koraniro, ngiye kuririmbura mu mwanya muto!» Bikubita hasi bubika umutwe ku butaka,

11Musa ni ko kubwira Aroni, ati «Fata icyotezo cyawe, urahuriremo umuriro wo ku rutambiro, ushyiremo n'imibavu. Hanyuma wihute usange ikoraniro urikorereho umuhango wo kurihanaguraho icyaha, kuko Uhoraho yarakaye cyane, none icyorezo cyatangiye kuyogoza.»

12Nk'uko Musa yari yabimubwiye, Aroni afata icyotezo, ariruka ajya mu ikoraniro. Koko rero icyorezo cyari cyatangiye kuyogoza umuryango. Ashyira umubavu mu cyotezo, maze akora umuhango wo guhanagura icyaha ku muryango.

13Ahagarara hagati y'intumbi n'abakiri bazima, icyorezo kirahosha.

14Abishwe n'icyo cyorezo bari ibihumbi cumi na bine na magana arindwi, utabariyemo n'abari baguye muri ka gakungu ka Kore.

15Aroni asubira iruhande rwa Musa ku muryango w'ihema ry'ibonaniro, icyorezo cyari cyashize.

### Inkoni ya Aroni

16Uhoraho abwira Musa, ati

17«Saba Abayisraheli ko buri muryango uguha inkoni. Ni ukuvuga ko uzashyikirizwa inkoni cumi n'ebyiri z'abatware b'imiryango yose. Uzandika izina rya buri mutware ku nkoni ye.

18Ku nkoni ya Levi gusa uzandikeho izina rya Aroni. Bityo buri mutware w'umuryango azagira inkoni imuranga.

19Uzarambika izo nkoni mu ihema ry'ibonaniro, imbere y'ubushyinguro bw'Isezerano, hamwe njya mbasanga.

20Nyir'inkoni izatoha umumero, ni we nahisemo. Bityo nzaba nigije kure yanjye, amagambo y'imyijujuto Abayisraheli babatera.»

21Musa abwira Abayisraheli ayo magambo, maze buri mutware w'umuryango amushyikiriza inkoni ye. Zose hamwe ziba inkoni cumi n'ebyiri, kandi iya Aroni yari iziri hagati.

22Musa arambika izo nkoni imbere y'Uhoraho mu ihema ry'ibonaniro.

23Bukeye, Musa yinjira mu ihema ry'ibonaniro, asanga inkoni ya Aroni wo mu nzu ya Levi yatoshye umumero. Yari yazanye umumero, ifite ururabo, kandi yeze n'imbuto z'amandi zihishije.

24Musa akura inkoni zose imbere y'Uhoraho, arazisohokana kugira ngo azereke

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Abayisraheli bose. Barazibona maze buri mutware asubirana inkoni ye.

[25]Uhoraho abwira Musa, ati «Subiza inkoni ya Aroni imbere y'ubushyinguro bw'Isezerano, uyihagumishe, maze izabere ikimenyetso abigomeka. Uzaba unkijije imyijujuto yabo; na bo kandi ntibazadukwamo n'urupfu.»

[26]Musa agenza atyo, akora ibyo Uhoraho yari yamutegetse.

[27]Abayisraheli babwira Musa, bati «Reba nawe, turapfa, tukarimbuka, ahubwo twese tugiye gushira!

[28]Ugiye hafi y'Ingoro y'Uhoraho wese, uyegereye wese, urupfu ruramutwara. Ubu se twese tugiye kurimbuka kugeza ku wa nyuma?»

## Ibarura 18

### Abaherezabitambo n'Abalevi

[1]Uhoraho abwira Aroni, ati «Wowe n'abahungu bawe n'umuryango wawe, ni mwe muzabazwa ibyaha bizakorwa mu murimo wanyu w'ubuherezabitambo.

[2]Uziyegereze kandi abavandimwe bawe, bo mu nzu ya Levi, inkomoko yo kwa so. Bazakubere abafasha kandi bagukorere, ari wowe ari n'abahungu bawe, imbere y'ihema ry'Isezerano.

[3]Bazagutunganyirize imirimo kimwe n'iy'Ingoro. Cyakora ntibazegere urutambiro n'ibikoresho byatagatifujwe, hato batazikururira urupfu namwe mutiretse.

[4]Bazaba abafasha bawe, bajye batunganya imirimo yose yo mu ihema ry'ibonaniro, nta we uzifatanya namwe, utari uwo muri mwe.

[5]Ni mwe muzatunganya imirimo yo mu Ngoro n'iyo ku rutambiro. Bityo Abayisraheli ntibazongera kurimburwa n'umujinya wanjye.

[6]Urabibona ko ari jyewe ubwanjye witoreye Abalevi mu bavandimwe banyu b'Abayisraheli, ndababaha. Beguriwe Uhoraho kugira ngo batunganye imirimo yo mu ihema ry'ibonaniro.

[7]Wowe n'abahungu bawe muzakora imirimo y'ubuherezabitambo, ari iyo ku rutambiro cyangwa iy'inyuma y'umubambiko; kandi muzayitunganye neza. Mbahaye kuba abaherezabitambo, ni wo murimo mbashinze. Utari uwo muri mwe uzabyivangamo azicwe.

### Ibizatunga abaherezabitambo

[8]Uhoraho abwira Aroni, ati «Dore nkweguriye igice cy'amaturo yose matagatifu Abayisraheli bagomba kumurikira. Ni wo mugabane nkweguriye, wowe n'abahungu bawe, ku buryo budasubirwaho.

[9]Dore uruhare rwawe ku maturo matagatifu azaba atatwitswe: mu byo bazamurikira


© 2012, Bible Society of Rwanda.

byose, ni ukuvuga amaturo y'ifu, ibitambo by'impongano z'ibyaha, n'ibitambo byose byo kunyihongaho, ayo maturo yose matagatifu, ni ayawe n'abahungu bawe.

10Muzayarira ahantu hatagatifu, kandi abagabo bose bashobora kuzayaryaho. Uzamenye neza ko ayo maturo ari ibintu bitagatifu.

11Ubundi kandi n'ibi bikurikira bizaba ibyawe: ibyo bagabanya ku maturo yose Abayisraheli bamurikira; wowe ubwawe, abahungu bawe n'abakobwa bawe, ndabibahaye ku buryo budasubirwaho. Abantu bose bo mu nzu yawe bazaba basukuye bazabiryaho.

12Umugabane w'ingenzi w'amavuta mashyashya, uwa divayi nshyashya n'uw'ingano, hamwe n'imiganura iturwa Uhoraho, ndabiguhaye.

13Imiganura y'imyaka yose yera mu gihugu cyabo bakayizanira Uhoraho, na yo ndayiguhaye. Abantu bose bo mu nzu yawe bazaba basukuye, bazayiryaho.

14Uretse ibyo, ikindi cyose kizegurirwa Uhoraho burundu, na cyo kizaba icyawe.

15Icyavutse uburiza mu biremwa byose bazatura Uhoraho, ari abantu cyangwa amatungo, ndabiguhaye. Cyakora abana b'uburiza b'umuntu bazacungurwa, n'uburiza bw'amatungo ahumanye buzacungurwe.

16Ibigomba gucungurwa byose, bizaguranwe bimaze ukwezi kumwe, ku giciro wowe uzagena, ni ukuvuga ku giciro cy'amasikeli atanu ya feza apimiye kuri sikeli y'Ingoro ifite uburemere bwa gera makumyabiri.

17Ariko ibyavutse uburiza ku nka, ku ntama cyangwa ku ihene, ntuzabigurane kuko ari ibintu bitagatifu. Uzasesa amaraso yabyo ku rutambiro, urugimbu rwabyo urutwike nk'ibiribwa bifite impumuro yurura Uhoraho.

18Inyama zabyo zizaba izawe nk'uko ubusanzwe inkoro n'itako ry'iburyo byamuritswe bikugarukira.

19Amaturo yose agabanyijwe ku bintu bitagatifu, Abayisraheli bakayatura Uhoraho, wowe n'abahungu bawe n'abakobwa bawe, ndayabahaye ku buryo budasubirwaho. Iryo ribe Isezerano rikoreshejwe umunyu, kandi ridakuka mu maso y'Uhoraho, kuri wowe no ku bazagukomokaho.»

### Ibizatunga Abalevi

20Uhoraho abwira Aroni, ati «Ntuzabona umurage mu gihugu cyabo, nta n'ubwo uzahabwa umugabane hagati yabo. Ni jye uzaba umugabane wawe, mbe n'umurage wawe hagati y'Abayisraheli.

21Abalevi na bo, kubera imirimo bashinzwe yo mu ihema ry'ibonaniro, mbahaye kuzajya bagabana kimwe cya cumi cy'umutungo w'Abayisraheli.

22Bityo Abayisraheli ntibazongera kwegera ihema ry'ibonaniro kuko byababyarira


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

icyaha cyabakururira urupfu.

[23]Abalevi bazatunganya imirimo yo mu ihema ry'ibonaniro, nihagira ikidatungana, ni bo bazakibazwa. Iryo rizaba itegeko ridakuka mu bisekuruza byanyu. Nta murage Abalevi bazabona mu Bayisraheli,

[24]ariko nzabaha kugabana kimwe cya cumi buri Muyisraheli wese agabanya ku mutungo we akagitura Uhoraho. Ni yo mpamvu nababwiye ko nta murage bazabona hagati y'Abayisraheli.»

[25]Uhoraho abwira Musa, ati

[26]«Dore ibyo uzabwira Abalevi: Abayisraheli bazabaha icyo nabageneyeho umurage ari cyo kimwe cya cumi cy'umutungo wabo. Icyo gihe ku byo muzahabwa, muzagomba kugabanyaho kimwe cya cumi nanone, kigaturwa Uhoraho.

[27]Iryo ni ryo rizaba ituro ryanyu, nk'uko abandi Bayisraheli na bo batura divayi nshyashya cyangwa ingano bayoye ku mbuga bazihuriraho.

[28]Bityo rero namwe, kuri kimwe cya cumi muzahabwa n'Abayisraheli ku mutungo wabo, muzagabanyaho ituro ry'Uhoraho ryose nta na gato mutubijeho.

[29]Ku biruta ibindi ubwiza muri ibyo bintu muzahabwa, muzagabanyeho ituro ritagatifu.

[30]Uzongere ubabwire aya magambo uti: Mwebwe Abalevi, nimugabanya ibiruta ibindi ubwiza kuri ibyo bintu, bizaba bihwanye na divayi nshyashya cyangwa ingano zihuriwe ku mbuga.

[31]Mwebwe n'ingo zanyu, mujye mubirira aho mushatse hose, kuko ari cyo gihembo cyanyu kubera imirimo mushinzwe yo mu ihema ry'ibonaniro.

[32]Ibyo nimubikora, nta cyaha kizababarwaho kuko muzaba mwangeneye uruhare rw'ingenzi. Ntimuzaba mwanduje amaturo matagatifu y'Abayisraheli, kandi nta n'urupfu muzaba mwikururiye.»

## Ibarura 19

### Ivu ry'inka y'ibihogo

[1]Uhoraho abwira Musa na Aroni, ati

[2]«Dore amabwiriza y'itegeko ry'Uhoraho: Bwira Abayisraheli bakuzanire inka y'ibihogo itarangwaho inenge iyo ari yo yose, kandi izaba ari itungo ritigeze ryikorera imizigo.

[3]Muzayishyikiriza umuherezabitambo Eleyazari, hanyuma muyijyane hanze y'ingando, muyicire imbere ye.

[4]Umuherezabitambo Eleyazari azakoza urutoki mu maraso ya ya nka, maze


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ayaminjagire incuro ndwi yerekeza ku muryango w'ihema ry'ibonaniro.

5Hanyuma, iyo nka bazayitwikire mu maso ye; bakongeze uruhu, inyama, amaraso, n'amase yayo.

6Umuherezabitambo azafata inkwi z'ibiti bya sederi na hisopo hamwe n'agatambaro k'umuhemba, abirohe muri wa muriro inka izaba ikongokeramo.

7Nyuma y'ibyo, umuherezabitambo azamesa imyambaro ye, yiyuhagire cyane umubiri wose n'amazi, maze asubire mu ngando. Ariko ubwo, azagumana uguhumana kwe kugeza ku mugoroba.

8Uzaba yatwitse ya nka na we azamesa imyenda ye, aniyuhagire cyane umubiri wose n'amazi, kandi agumane uguhumana kwe kugeza ku mugoroba.

9Hazaze umuntu utahumanijwe, abe ari we uyora ivu rya ya nka, arirunde hanze y'ingando, ahantu hasukuye. Iryo vu rizabikwa, ikoraniro ry'Abayisraheli rijye ririkoresha igihe bategura amazi y'icyuhagiro. Uwo muhango uhwanye n'igitambo cy'impongano y'icyaha.

10Uzaba yayoye ivu rya ya nka na we azamesa imyambaro ye, kandi agumane uguhumana kwe kugeza ku mugoroba. Ibyo bizaba itegeko ridakuka ku Bayisraheli, no ku munyamahanga utuye iwabo.

### Itegeko ryerekeye umuhango wo kwisukura

11Uzakora intumbi iyo ari yo yose, azamara iminsi irindwi yarahumanye.

12Ku munsi wa gatatu azakora umuhango we wo kwisukura, akoresheje ya mazi y'icyuhagiro, maze ku munsi wa karindwi azaba asukuye. Ariko ku munsi wa gatatu nadakora umuhango we wo kwisukura, ku munsi wa karindwi nta bwo azaba asukuye.

13Uwakora intumbi y'umuntu umaze gupfa, hanyuma ntiyisukure, yakwanduza Ingoro y'Uhoraho. Uwo muntu bazamuce mu Bayisraheli. Kuko batamuteye amazi y'icyuhagiro, aba yanduye kandi agumana uguhumana kwe.

14Dore itegeko: Umuntu napfira mu ihema, uzaba aririmo cyangwa akaryinjiramo, azamara iminsi irindwi yarahumanijwe.

15Kandi igikoresho cyose kirangaye kidafite igipfundikizo, kizaba cyanduye.

16Uzajya mu mirima, agatsitara ku muntu wishwe n'inkota, ku ntumbi cyangwa ku magufa y'umuntu, cyangwa ku mva, na we azamara iminsi irindwi yarahumanijwe.

17Kugira ngo uwo muntu asukurwe, dore uko muzabigenza: Muzayora ivu rya ya nka yatuweho igitambo cyo guhongera icyaha, murishyire mu rwabya, hanyuma murivange n'amazi yo mu isoko.

18Umuntu usukuye azafata ishami ry'igiti cya hisopo, arikoze muri ya mazi, maze


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

aminjagire ihema n'ibikoresho byose, hamwe n'abantu bazaba baririmo. Azaminjagira kandi na wa wundi uzaba yarakoze uwishwe n'inkota, intumbi cyangwa amagufa y'umuntu, cyangwa imva.

19 Ku munsi wa gatatu no ku wa karindwi, umuntu usukuye azaminjagira amazi ku wahumanijwe; ku munsi wa karindwi, azaba yamuhanaguyeho icyaha cye. Uwahumanye azamesa imyambaro ye, yiyuhagire umubiri wose, nimugoroba azaba asukuye.

20 Ariko umuntu wahumanijwe, ntakore umuhango we wo kwisukura, azacibwe mu ikoraniro, kuko yakwanduza Ingoro y'Uhoraho. Uwo muntu aba ahumanijwe, kuko ataminjagiye amazi y'icyuhagiro.

21 Ibyo bizababere itegeko ridakuka. Uwaminjagiye amazi y'icyuhagiro, agomba kumesa imyambaro ye. Naho uzaba yakoze muri ayo mazi we, azagumana ubwandure bwe kugeza nimugoroba.

22 Icyo umuntu uhumanijwe azakoraho cyose, kizaba cyanduye, kandi umuntu uzakora kuri icyo kintu azaba ahumanijwe kugeza nimugoroba.

## Ibarura 20

### Amazi y'i Meriba

1 Mu kwezi kwa mbere, imbaga yose y'Abayisraheli igera mu butayu bwa Sini, maze umuryango utura i Kadeshi. Aho ni ho Miriyamu yaguye, baramuhamba.

2 Imbaga yari yabuze amazi, nuko yivumbura kuri Musa na Aroni.

3 Imbaga yiyenza kuri Musa ivuga iti «Iyo natwe tuza kujyana n'abavandimwe bacu igihe bapfiraga imbere y'Uhoraho!

4 Ni kuki wazanye ikoraniro ry'Uhoraho muri ubu butayu? Kwari ukugira ngo dupfe twebwe n'amatungo yacu!

5 Ni kuki wadukuye mu Misiri ukatuzana aha hantu h'amakuba? Nta mwaka wahahingwa, ari imitini, ari imizabibu cyangwa amakomamanga; ahantu hataba n'amazi yo kunywa!»

6 Musa na Aroni bava mu mbaga baza ku muryango w'ihema ry'ibonaniro; bikubita hasi bubitse umutwe ku butaka, maze ikuzo ry'Uhoraho rirababonekera.

7 Uhoraho abwira Musa, ati

8 «Tora inkoni yawe, wowe n'umuvandimwe wawe Aroni, mukoranye imbaga, maze mu maso yayo mubwire urutare rubahe amazi. Urwo rutare urarubyaza amazi, uyahe imbaga inywe hamwe n'amatungo yabo.»

9 Nk'uko yari yabitegetswe, Musa atora inkoni yari imbere y'Uhoraho,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10 maze we na Aroni bakoranyiriza imbaga hafi y'urwo rutare, barayibwira bati «Nimutege amatwi, mwa byigomeke mwe! Mbese dushobora kubavuburira amazi muri uru rutare?»

11 Musa arega ukuboko, ya nkoni ayikubita ku rutare incuro ebyiri, maze amazi menshi arapfupfunuka. Nuko imbaga iranywa, buhira n'amatungo yabo.

12 Uhoraho abwira Musa na Aroni, ati «Nta bwo mwanyemeye ngo muhamye ubutungane bwanjye imbere y'Abayisraheli. Kubera iyo mpamvu ntimuzageza iriya mbaga mu gihugu nayisezeranije.»

13 Ayo ni yo mazi y'i Meriba, ari byo kuvuga 'Urwiyenzo', kuko ariho Abayisraheli biyenjeje kuri Uhoraho, na we akahagaragariza ubutungane bwe.

## Umwami wa Edomu yima inzira Abayisraheli

14 Bageze i Kadeshi, Musa yohereza umwami wa Edomu intumwa kumubwira ziti «Dore icyo abavandimwe bawe b'Abayisraheli bavuze: Amakuba yose twagize urayazi.

15 Abasokuruza bacu baramanutse bajya mu Misiri, maze umuryango wacu uhatura igihe cy'iminsi myinshi cyane. Abanyamisiri ariko badufashe nabi, baratuburagiza, twebwe n'abasokuruza bacu.

16 Twatakiye Uhoraho yumva induru yacu, nuko atwoherereza umumalayika wo kudukura mu Misiri. None ubu rero tugeze i Kadeshi, umugi uri ku mupaka w'igihugu cyawe.

17 Turagusaba ngo uduhe inzira mu gihugu cyawe! Nta bwo tuzakunyurira mu mirima no mu mizabibu, cyangwa ngo tunywe amazi mu mariba yawe. Tuzaboneza umuhanda mugari twoye gutandukira na gato ngo tujye iburyo cyangwa ibumoso, kugeza ubwo tuzamara kwambuka igihugu cyawe.»

18 Ariko umwami wa Edomu arabasubiza ati «Nta bwo muzanyurira mu gihugu. Nimubigerageza, nzasohoka mbasanganize ingabo zanjye.»

19 Abayisraheli baramubwira bati «Tuzikurikirira umuhanda; kandi nitunywa ku mazi yawe, jyewe cyangwa amatungo yanjye, nzakuriha ikiguzi cyayo. Ndagusaba gusa ko utureka tukitambukira.»

20 Ariko umwami wa Edomu arasubiza ati «Nta bwo muzatambuka.» Nuko asohokana n'imbaga y'abantu basanganiza Abayisraheli intwaro n'ingufu nyinshi.

21 Abanyedomu bima batyo Abayisraheli inzira mu gihugu cyabo. Nuko Abayisraheli na bo bishakira indi nzira.

## Urupfu rwa Aroni

22 Bavuye i Kadeshi, imbaga yose y'Abayisraheli igera ku musozi wa Hori.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

23Bageze aho i Hori ku mupaka w'igihugu cya Edomu, Uhoraho abwira Musa na Aroni, ati

24«Aroni agomba gupfa agasanga ba sekuru. Nta bwo azinjira mu gihugu nahaye Abayisraheli kuko mwasuzuguye ijwi ryanjye igihe cya ya mazi ya Meriba.

25Jyana rero Aroni n'umuhungu we Eleyazari, mujye ku musozi wa Hori.

26Ufate imyambaro ye y'umuherezabitambo uyambike umuhungu we Eleyazari. Aho ni ho Aroni azagwa.»

27Musa akora nk'uko Uhoraho yari yabitegetse, maze mu maso y'imbaga yose bazamuka ku musozi wa Hori.

28Musa yambura Aroni imyenda ye ayambika Eleyazari umuhungu we. Aroni arapfa, agwa aho mu mpinga y'umusozi. Birangiye, Musa na Eleyazari baramanuka bava ku musozi.

29Imbaga yose ibona ko Aroni yapfuye, nuko umuryango wa Israheli wose umara iminsi mirongo itatu umuririra.

## Ibarura 21

### Abayisraheli batsinda Abakanahani

1Umwami wa Aradi, Umukanahani wari utuye muri Negevu, amenya ko Abayisraheli baturutse mu nzira y'ahitwa Atarimu, maze araza arabarwanya, anabafatamo imfungwa.

2Nuko Abayisraheli bakorera imbere y'Uhoraho uyu muhigo, bati «Niba wemeye kutwegurira bariya bantu, imigi yabo tuzayizimya.»

3Uhoraho yumva ijwi ry'Abayisraheli, maze abegurira Abakanahani. Abayisraheli babarimburana n'imigi yabo barabazimya. Aho hantu bahita izina rya Horima, risobanura ngo 'Irimburwa'.

### Inzoka zifite ubumara butwika

4Bava hafi y'umusozi wa Hori, bafata inzira iva ku nyanja y'urufunzo, bakagenda bakikira igihugu cya Edomu. Ariko imbaga iza gucikira intege mu nzira,

5itangira kugaya Imana na Musa ivuga iti «Mwadukuriye iki mu Misiri? Mwagira ngo tugwe muri ubu butayu butagira amazi ntibubemo n'umugati! Twarambiwe guhora turya iriya ngirwamugati.»

6Uhoraho aterereza Abayisraheli inzoka zifite ubumara butwika, zirabarya, bapfamo abantu benshi cyane.

7Imbaga iza isanga Musa, iramubwira iti «Twakoze icyaha igihe twakugayaga wowe n'Uhoraho. None twingingire Uhoraho adukize ziriya nzoka!» Musa asabira imbabazi

umuryango

8maze Uhoraho aramubwira ati «Curisha inzoka isa n'izo zabateye, uyimanike ku giti. Uwo zizajya zirya akayireba azajya akira.»

9Musa acurisha inzoka y'umuringa, ayimanika ku giti. Iyo rero inzoka yaryaga umuntu maze akareba iyo y'umuringa, yahitaga akira.

### Abayisraheli baganza abami Sihoni na Ogi

10Abayisraheli baragenda bashinga ingando ahitwa Ovoti,

11bahavuye bajya kugandika ahitwa Iye-Avarimu mu butayu bw'iburasirazuba ahateganye na Mowabu.

12Bavuye aho bajya kugandika ku nkombe yo hakurya y'uruzi rwa Arunoni ruturuka mu butayu, rukanyura mu gihugu cy'Abahemori.

13Urwo ruzi rwa Arunoni ni rwo koko rugabanya Mowabu n'Abahemori.

14Ni yo mpamvu byanditswe mu Gitabo cy'Intambara z'Uhoraho ngo: «... Uruzi rwa Wahebu yo muri Sufa, n'imigezi yarwo; uruzi rwa Arunoni

15n'imigezi yarwo, zitemba zigana mu ntara ya Ari, ni zo kandi ziri mu rugabano rwa Mowabu.»

16Bavuyeyo, bagera ahitwa i Beri ari byo kuvuga 'Iriba'. Aho kandi ni ho Uhoraho yabwiriye Musa, ati «Koranya imbaga yose maze nyihe amazi.»

17Nuko Abayisraheli batera iyi ndirimbo, bati «Amazi ari mu iriba nadudubize! Maze muvuze impundu

18Iriba ryafukuwe n'abatware, rigacukurwa n'abanyacyubahiro bo mu muryango, bakoresheje inkoni zabo z'ubutegetsi, n'utubando twabo.»

... Bavuye mu butayu bajya i Matana;

19bavuye i Matana bajya i Nahaliyeli; bavuye i Nahaliyeli bajya i Bamoti,

20barenze Bamoti batungukira ku kibaya kiri mu nsi y'umusozi wa Mowabu. Impinga y'umusozi wa Pisiga iri ahirengeye, uyiriho abona ubutayu bwose.

21Abayisraheli bohereza intumwa kwa Sihoni, umwami w'Abahemori, kumubwira ziti

22«Duhe inzira mu gihugu cyawe. Igihe tuzaba tugeze iwawe, tuzaboneza umuhanda mugari, twoye gutandukira ngo tukugire mu mirima cyangwa mu mizabibu. Nta n'ubwo tuzanywa amazi yo mu mariba yawe.»

23Ariko Sihoni yanga ko Abayisraheli bamunyurira mu gihugu. Ndetse ahita ahuruza ingabo ze zose zijya mu butayu, maze zishinga ibirindiro imbere ya Israheli. Sihoni


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

yigira ahitwa Yahashi, aba ariho ashoreza intambara.

24Abayisraheli babiraramo, babamarira ku bugi bw'inkota, maze igihugu cya Sihoni
baracyigabiza. Icyo gihugu cyavaga ku ruzi rwa Arunoni, kikagera ku rwa Yaboki.
Cyakoraga no ku rugabano rwa bene Hamoni rwari rurinzwe n'ingabo z'intwari
cyane.

25Abayisraheli bigabiza iyo migi yose y'Abahemori, barayitura. Umugi wa Heshiboni
n'iyindi yari hafi aho yose barayikwiza.

26Heshiboni rero yari umurwa wa Sihoni, umwami w'Abahemori; naho Sihoni akaba
ari we warwanije umwami wa Mowabu wabanjirije uwategekaga icyo gihe,
amunyaga igihugu cye cyose cyageraga ku ruzi rwa Arunoni.

27Aho ni ho abasizi bakurije iki gisigo ngo: «Muze i Heshiboni! Hongere hubakwe,
umugi wa Sihoni usubirane!

28Ikibatsi cy'umuriro cyaturutse i Heshiboni, ibishashi byawo bitwika Ari yo muri
Mowabu, bitsemba abahinza bo mu mpinga ya Arunoni.

29Wowe, Mowabu, amakuba yakugarije! Murapfuye, bantu ba Kemoshi! Abahungu
babo bagizwe impunzi, naho abakobwa babo bagizwe iminyago y'umwami Sihoni
w'Umuhemori!

30Twabarashe imyambi; tuva Heshiboni dutsemba byose tugera Divoni; intara yose
igera Nofa, turayogoza tugera Madaba.»

31Abayisraheli rero batura mu gihugu cy'Abahemori.

32Musa yohereza abantu gutata umugi wa Yazeri, baragenda bigabiza ako karere
kose, maze Musa amenesha Abahemori bahabaga.

33Hanyuma, barahindukira baterera umuhanda ugana mu gihugu cya Bashani. Ogi,
Umwami w'icyo gihugu, asohokana n'ingabo ze zose, agira ngo basakiranire ahitwa
Edereyi.

34Uhoraho abwira Musa, ati «Ntutinye! Ndamukugabije, we n'abantu be n'igihugu cye
cyose. Uzamugirira ibyo wakoreye Sihoni umwami w'Abahemori wari uganje i
Heshiboni.»

35Abayisraheli baramutsinda, we n'abahungu be, n'abaturage be bose, ntihagira
n'umwe ucika ku icumu; igihugu cyabo barakigabiza.

## Ibarura 22

### Inkuru ya Balamu: Umwami Balaki ahuruza Balamu

1Abayisraheli barahaguruka, bajya gushinga amahema mu bibaya bya Mowabu,
hakurya y'uruzi rwa Yorudani, ahateganye na Yeriko.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2 Balaki, mwene Sipori, yibonera ibyo Abayisraheli bari bakoreye Abahemori byose.

3 Abamowabu babonye uwo muryango ari munini, barumirwa, ubwoba burabataha.

4 Ni ko kubwira abakuru b'i Madiyani bati «Iriya mbaga y'abantu noneho igiye kuturishuza impande zose, nk'uko ikimasa kirishaguza ubwatsi mu rwuri.» Muri icyo gihe Balaki, mwene Sipori, ni we wari umwami wa Mowabu.

5 Yohereza intumwa mu gihugu cye kavukire ari cyo Petori yo hafi y'uruzi, maze zijya guhuruza Balamu mwene Bewori zivuga ziti «Hari abantu bavuye mu Misiri ariko rero buzuye isi yose. None bari bugufi y'igihugu cyanjye.

6 Rwose ndakwinginze ngwino ubamvumire kuko jye bandusha amaboko; ahari nazashobora kubaganza, nkanabirukana mu gihugu cyanjye. Kandi ndabizi, uwo uhaye umugisha aba ahirwa, naho uwo uvumye aba ikivume.»

7 Abakuru b'i Mowabu n'ab'i Madiyani bashyira nzira, bagenda bitwaje ingemu yo guhemba wa mupfumu. Bageze kwa Balamu, bamubwira ubutumwa bwa Balaki.

8 Balamu arababwira ati «Nimurare hano, nzabasubiza ejo, nkurikije nanjye uko Uhoraho aza kumbwira.» Bityo abanyacyubahiro b'i Mowabu barara kwa Balamu.

9 Imana isanga Balamu iramubaza iti «Bariya bantu bari iwawe ni ba nde?»

10 Balamu abwira Imana, ati «Balaki mwene Sipori, Umwami wa Mowabu, yantumyeho agira ati

11 'Dore hari abantu bavuye mu Misiri, none buzuye isi yose. Ngwino rero ubamvumire, wenda ahari nazashobora kubarwanya maze nkabirukana'.»

12 Imana ibwira Balamu, iti «Ntuzajyane na bo, kandi ntuzavume uriya muryango kuko wahawe umugisha.»

13 Bukeye, Balamu arabyuka maze abwira ba banyacyubahiro ba Balaki, ati «Nimwisubirire mu gihugu cyanyu; Uhoraho yanze kundeka ngo njyane namwe.»

14 Abanyacyubahiro ba Mowabu barahaguruka, basubira kwa Balaki, baramubwira bati «Balamu yanze ko tuzana.»

15 Ariko Balaki we arongera yohereza abandi banyacyubahiro barushaga aba mbere ubwinshi n'agaciro.

16 Bageze kwa Balamu baramubwira bati «Dore uko Balaki mwene Sipori avuze, ngo 'Rwose gira impuhwe, wikwanga kuza iwanjye!

17 Nuza, nzaguhemba bishimishije, kandi nzagukorera icyo uzashaka cyose. Rwose ngwino umvumire bariya bantu.'»

18 Balamu asubiza abagaragu ba Balaki, ati «N'aho Balaki yampa feza yose na zahabu yose bishobora kuzura inzu ye, nta kintu na gito nakora nyuranije n'itegeko

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ry'Uhoraho Imana yanjye.

19Namwe iri joro murare aha, maze muze kumva icyo Uhoraho ambwira.»

20Nijoro, Imana isanga Balamu iramubwira iti «Niba bariya bantu baje kuguhuruza,
haguruka mujyane. Ariko uzakora icyo nzakubwira cyonyine.»

**Indogobe ya Balamu**

21Bukeye mu gitondo, Balamu arabyuka, yegura indogobe ye, nuko ajyana na ba
banyacyubahiro b'i Mowabu.

22Ariko Imana ibonye agiye irarakara. Igihe yari mu nzira, yicaye ku ndogobe ye
kandi aherekejwe n'abagaragu be babiri, Umumalayika w'Uhoraho amwitambika
imbere kugira ngo amubuze inzira.

23Indogobe ibonye Umumalayika w'Uhoraho yabambiye inzira, afite inkota
irabagirana, iraberereka ijya kwicira mu mirima. Balamu na we akubita ya ndogobe
kugira ngo ayicyamure igaruke mu nzira.

24Noneho, Umumalayika w'Uhoraho ahagarara mu muhora wacaga hagati y'inkuta
ebyiri zari zizitiye imirima y'imizabibu.

25Indogobe ibonye umumalayika w'Uhoraho yisunga urukuta, maze irutsikamiriraho
ikirenge cya shebuja. Nuko Balamu arongera arayikubita.

26Umumalayika w'Uhoraho abatanga imbere, ahagarara mu nzira y'imfungane ku
buryo nta ho umuntu yabererekera ngo ajye iburyo cyangwa ibumoso.

27Indogobe ibonye Umumalayika w'Uhoraho, noneho iragandara. Balamu wari
uyiriho ararakara, atangira kuyihondaguza inkoni.

28Uhoraho avugisha ya ndogobe, maze ibwira Balamu, iti «Nagutwaye iki kugira ngo
unkubite incuro eshatu zose?»

29Balamu asubiza ya ndogobe, ati «Ni uko unsuzugura uko wishakiye! Ubu iyo ngira
inkota mu kiganza, nahitaga nkwica!»

30Indogobe iramubwira iti «Nta bwo se ndi indogobe yawe wagendeyeho kuva kera?
Hari ubwo se nari nsanganywe iyi ngeso yo kugusuzugura ntya?» Balamu arasubiza
ati «Oya.»

31Uhoraho afungura amaso ya Balamu, maze abona Umumalayika we ahagaze mu
nzira, afite inkota irabagirana mu kiganza. Nuko Balamu arunama yubika umutwe ku
butaka.

32Umumalayika w'Uhoraho aramubwira ati «Ni kuki wakubise indogobe yawe incuro
eshatu zose? Urabibona, ni jyewe waje kukubambira inzira, kuko uko mbibona, uru
rugendo urimo ntirufashe.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

33Indogobe yambonye, inyitaza incuro eshatu zose. Iyo itaza kumpunga, mba nagutsinze aho, naho yo nkayirekera ubuzima bwayo.»

34Balamu abwira Umumalayika w'Uhoraho, ati «Nacumuye kuko ntamenye ko ari wowe wari uhagaze imbere yanjye mu nzira. None rero niba uru rugendo rutakunyuze, ndasubira iwanjye.»

35Ariko umumalayika w'Uhoraho aramubwira ati «Jyana na bariya bantu, ariko uzavuga ijambo nzakubwira ryonyine.» Nuko Balamu ajyana n'abanyacyubahiro ba Balaki.

### Balamu abonana na Balaki

36Balaki yumvise ko Balamu yaje, aza kumusanganirira ku mupaka w'igihugu cye, ahitwa Iri-Mowabu, hafi y'umugezi wa Arunoni.

37Balaki aramubwira ati «Ese abantu nohereje kuguhamagara ntibari bahagije? Ni kuki se utari waraje? Ese wabonaga ntashobora kukwakirana icyubahiro?»

38Balamu asubiza Balaki, ati «Ndabishimye nageze iwawe, ariko se ndaza gushobora kugira icyo mvuga? Amagambo Uhoraho aza kumbwira, ni yo yonyine ndi buvuge.»

39Balamu ajyana na Balaki bagera i Kiriyati-Hushoti.

40Balaki atura igitambo cy'amatungo yose, maze ayohererezaho imigabane Balamu n'abanyacyubahiro bari bamuherekeje.

41Bukeye mu gitondo, Balaki azamukana Balamu i Bamoti-Behali, aho bashoboraga kubona igice kimwe cy'imbaga y'Abayisraheli.

## Ibarura 23

1Balamu abwira Balaki, ati «Nyubakira hano intambiro ndwi, untegurire ibimasa birindwi n'amasekurume y'intama arindwi.»

2Balaki akora ibyo Balamu yamusabye, maze bombi batura ikimasa n'isekurume y'intama kuri buri rutambiro.

3Balamu abwira Balaki, ati «Wowe guma iruhande rw'igitambo cyawe gitwikwa, maze jyewe nigireyo, ahari Uhoraho yansanga. Amagambo ari bumbwire ayo ari yo yose, ndayakumenyesha.» Nuko Balamu afata inzira aragenda,

4maze Imana imusanze, arayibwira ati «Nubakishije intambiro ndwi, kandi ntura ikimasa n'isekurume y'intama kuri buri rutambiro.»

### Balamu aha umugisha umuryango wa Israheli

5Uhoraho amaze kubwira Balamu ibyo aza kuvuga, amwohereza agira ati «Ngaho subira kwa Balaki, umubwire utyo.»

6Balamu yasubiye kwa Balaki, asanga ahagaze iruhande rw'igitambo cye gitwikwa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Yari kumwe n'abanyacyubahiro bose b'i Mowabu.

7Balamu na we abahanurira muri iki gisigo, agira ati: «Balaki yampubuye muri Aramu, umwami wa Mowabu antumaho mu misozi y'iburasirazuba, ngo ninze nshore umuvumo mu bana ba Yakobo, maze Abayisraheli mbambike umugayo.

8Navuma nte uwo Imana itavumye? Uwo Uhoraho atigeze agaya, namwambika umugayo nte?

9Iyo ndebeye hejuru y'urutare, ngatera ijisho ndi mu mpinga y'imisozi, nsanga ari umuryango udasa n'iyindi, ntashyira mu mubare w'amahanga yandi.

10Ni nde washobora kubara abuzukuru ba Yakobo, akabarura imbaga nyamwinshi y'Abayisraheli? Icyampa nanjye ngapfa nk'intungane, indunduro yanjye ikazasa n'iyabo!»

11Balaki abwira Balamu, ati «Wangenje ute? Narakuzanye ngo uvume ababisha banjye, none dore ahubwo urabasakazamo imigisha!»

12Balamu aramusubiza ati «Nta bwo se uzi ko iyo mbumbuye umunwa, mba ngomba kuvuga ibyo Uhoraho yambwiye byonyine?»

### Balamu yongera guha umugisha Abayisraheli

13Balaki arongera ati «Ngwino nkwereke aho tujya ushobore kureba neza iriya mbaga. Mbere wayibonaga igice, ariko nuhagera, urashobora kuyibona yose, maze uyimvumire!»

14Amujyana ahantu hitaruye, mu mpinga y'umusozi wa Pisiga, ahubaka intambiro.

15Balamu abwira Balaki, ati «Wowe guma iruhande rw'igitambo cyawe gitwikwa, maze jyewe nigire hariya ntegereze... »

16Uhoraho aza imbere ya Balamu, amubwira ibyo agomba kuvuga, nuko amwohereza agira ati «Ngaho sanga Balaki, umubwire utyo.»

17Balamu asanga Balaki, wari uhagaze iruhande rw'igitambo cye gitwikwa. Yari kumwe n'abanyacyubahiro bose b'i Mowabu. Balaki aramubaza ati «Uhoraho yakubwiye iki?»

18Nuko Balamu abahanurira muri iki gisigo, agira ati: «Balaki, haguruka wumve! Wowe, mwene Sipori, ntega amatwi!

19Imana si umuntu ngo irabeshya, si mwene Adamu ngo irisubiraho. Yavuga icyo itazakora se? Ijambo yavuze se ryapfa guhera aho?

20Nujuje umuhango wo gutanga umugisha, ubwo kandi ari Uhoraho wawitangiye, jyewe sinasubizayo.

21Nta cyorezo wasanga mu nzu ya Yakobo, mu nzu ya Israheli ntihajya harangwa


© 2012, Bible Society of Rwanda.

umubabaro. Uhoraho, Imana ye, ihorana na we, iwe havuga impundu z'umwami.

22Imana yamukuye mu Misiri; imbaraga ze ni nk'iz'imbogo.

23Mu nzu ya Yakobo ntihakavugwe indagu, mu nzu ya Israheli ntihakarangwe ubupfumu. Iyo igihe kigeze, Imana ni yo ivugana na Yakobo, ari we Israheli, ikamubwira ibikorwa byayo.

24Dore umuryango uhingutse nk'igihanyaswa, ukaba uhagurutse nk'intare. Ntiryama itamazeho umuhigo wayo, kandi itanyoye amaraso y'icyo yishe.

25Balaki abwira Balamu, ati «Niba wanze kubavuma, wikomeza rero kubaha umugisha.»

26Balamu aramusubiza ati «Ese sinari nakubwiye ko nkora ibyo Uhoraho ambwira byose?»

### Balamu aha ubwa gatatu umugisha Abayisraheli

27Balaki abwira Balamu, ati «Ngwino nkujyane ahandi hantu, ahari Imana yakwemera ko umvumira uriya muryango.»

28Nuko Balaki ajyana Balamu mu mpinga ya Pewori, umusozi witaruye ubutayu.

29Balamu abwira Balaki, ati «Nyubakira hano intambiro ndwi, maze untegurire ibimasa birindwi n'amasekurume arindwi.»

30Balaki akora ibyo Balamu yamubwiye, maze atura ikimasa n'isekurume y'intama kuri buri rutambiro.

## Ibarura 24

1Balamu abona ko Uhoraho yishimiye guha umugisha Abayisraheli, maze ntiyongera kwivuna abaririza icyo Uhoraho ashaka, ahubwo arahindukira yirebera mu butayu.

2Balamu yubuye amaso, abona Abayisraheli bashinze ingando, buri nzu iri ukwayo. Umwuka w'Imana umusakaramo,

3maze abahanurira muri iki gisigo, agira ati: «Arabivuze Balamu mwene Bewori, arabivuze umugabo ureba akageza kure,

4arabivuze uwumva amagambo y'Uhoraho, akabona ibyo Uhoraho amweretse, maze yaba yatwawe mu Mana, amaso ye agafunguka!

5Mbega amahema yawe, Yakobo, ngo araba meza, kimwe n'ingando zawe, Israheli;

6ameze nk'amazi atemba ava mu isumo, ameze nk'ubusitani bwo ku nkombe y'uruzi, ameze nk'imisaga yiterewe n'Uhoraho, cyangwa amasederi yo ku nkombe y'umugezi.

7Ni nk'amazi yarenze imiyoboro, agasendera mu mbuto. Umwami wa Israheli azaganza Agagi, maze ingoma ye isagambe.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8Imana yamwikuriye mu Misiri afite imbaraga nk'iz'imbogo. Azayogoza amahanga y'ababisha, abakonyagure amagufa, abahamye imyambi ye.

9Aca bugufi, akabyagira nk'intare: ni nde wabyutsa iyo nyamaswa y'inkazi? Arahirwa uzaguha umugisha, kandi uzakuvuma na we azabe ikivume!»

10Balaki arakarira Balamu, maze akubita agatoki ku kandi avuga ati «Naguhamagariye kumvumira ababisha, none dore bubaye ubwa gatatu ubasenderezaho imigisha!

11Niba ari ibyo byawe, genda usubire mu gihugu cyawe! Nari nemeye kuguhemba bishimishije, none dore Uhoraho arabikuvukije.»

### Balamu ahanura ikuzo rya Israheli

12Balamu asubiza Balaki, ati «Nta bwo se nari nabwiye intumwa wanyohereje nti

13'N'aho Balaki yampa feza na zahabu byakuzura inzu ye, sinshobora guca ku itegeko ry'Uhoraho ngo mpamagare ikibi cyangwa icyiza ku bushake bwanjye! Nzavuga icyo Uhoraho azambwira.'

14None rero ubu ndagiye, nsubiye mu banjye. Ariko igira hino, nkubwire uko uriya muryango uzagenzereza uwawe mu gihe kiri imbere.»

15Nuko abahanurira muri iki gisigo, agira ati: «Ndabivuze Balamu mwene Bewori, ndi umugabo ureba nkitegereza,

16amagambo y'Imana ni jyewe abwirwa kandi ntunze ubwenge nahawe n'Umushoborabyose. Iyo nsenze cyane ngatwarwa, amaso yanjye agafunguka, ndangamira ibyo Ushoborabyose anyeretse:

17ibizaba ndabyiyumvira, nyamara si ibya vuba, ndabyitegereza ariko ntibindi bugufi: mu nzu ya Yakobo hazavuka inyenyeri , mu muryango wa Israheli hazaboneka inkoni y'ubwami izamenagura imitwe y'abatuye Mowabu, inatsembe bene Seti bose.

18Edomu izatsindwa, inyagwe; nayo Seyiri, ababisha bazayigabiza. Israheli igiye kugaragaza imbaraga zayo!

19Mu nzu ya Yakobo hazaduka umutware uzatsemba ababisha basigaye mu mugi wabo.

### Balamu ahanura urupfu rw'abanzi ba Israheli

20Balamu arongera areba Abamaleki, maze abahanurira muri iki gisigo, agira ati: «Amaleki ni igihangange mu mahanga, ariko amaherezo yayo ni ukurimburwa.»

21Arongera areba Abakeniti, maze abahanurira muri iki gisigo, agira ati «Amazu yawe arakomeye, n'icyari cyawe cyubatse ku rutare.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22Ariko Kayini azakongorwa n'indimi z'umuriro, nibishyira kera Ashuru ibagire imfungwa.»

23Arongera ahanurira muri iki gisigo, agira ati «Mbega ibyago! Ni nde uzarokoka ukuboko kw'Uhoraho?

24Dore amato araje avuye i Kitimu... Abanzi bazakandamiza Ashuru na Eberi; ariko na bo ubwabo imbere yabo hari imanga.»

25Birangiye Balamu arigendera asubira mu gihugu cye, Balaki na we anyura inzira ye, arataha.

## Ibarura 25

### Abayisraheli basenga ibigirwamana

1Israheli igeze i Shitimu irahatura, maze rubanda batangira gusambana n'abakobwa b'Abamowabu.

2Abo bakobwa babatumiye mu bitambo by'imana zabo, maze rubanda baragenda baraharira, banapfukamira za mana zabo.

3Bityo Abayisraheli bishyira mu maboko y'ikigirwamana Behali cyo muri Pewori, maze Uhoraho arabarakarira cyane.

4Nuko Uhoraho abwira Musa, ati «Fata abatware b'umuryango bose, ubamanike ku biti imbere y'Uhoraho, ahateganye n'izuba. Bityo umujinya Uhoraho afitiye Abayisraheli uzahosha.»

5Musa abwira abacamanza ba Israheli, ati «Buri wese muri mwe yice abo mu bantu be bishyize mu maboko y'ikigirwamana Behali cyo muri Pewori!»

6Icyo gihe babona umwe mu Bayisraheli azanye umukobwa w'Umumadiyanikazi maze amugeza mu bavandimwe be rwagati. Yamutunguye ku mugaragaro imbere ya Musa n'abandi Bayisraheli, ubwo bariho baririra ku muryango w'ihema ry'ibonaniro.

7Umuherezabitambo Pinehasi, mwene Eleyazari wa Aroni abibonye, ahaguruka mu ikoraniro yitwaje icumu mu ntoki, abakurikirana mu mbere z'ihema ryabo.

8Agezemo abatera rya cumu, bombi rirabahinguranya. Nyuma y'ibyo, icyorezo cyari cyatangiye kuyogoza Abayisraheli kirahosha.

9Abahitanywe n'icyo cyorezo bari 24,000.

10Uhoraho abwira Musa, ati

11«Umuherezabitambo Pinehasi, mwene Eleyazari wa Aroni, yahanaguye umujinya nari mfitiye Abayisraheli. Yerekaniye hagati yabo ko yagize ishyari mu kigwi cyanjye. Ni yo mpamvu ntaganjwe n'uburakari nari mfite, ngo ndimbure Abayisraheli.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12None rero umumenyeshe ko ngiranye na we amasezerano azamubera isoko y'amahoro.

13Ayo masezerano nyagiranye na we hamwe n'abazagukomokaho, kandi ni yo azabahesha kuba abaherezabitambo ubuziraherezo, kuko yagaragaje ishyaka afitiye Imana ye, bityo agakorera ku Bayisraheli umuhango wo kubakiza icyaha.»

14Umuyisraheli wicanywe na wa mukobwa w'Umumadiyanikazi yitwaga Zimiri mwene Salu, akaba ndetse yari n'umutware w'inzu imwe mu muryango wa Simewoni.

15Uwo mugore w'Umumadiyanikazi wishwe yitwaga Kozibi, akaba mwene Suru na we wari umutware w'inzu imwe mu miryango ya Madiyani.

16Uhoraho abwira Musa, ati

17«Nimutere Abamadiyani maze mubarimbure.

18Barabasembuye babashyiraho n'uburyarya bwinshi, igihe mukurikira imana y'i Pewori, mukanacyura mushiki wabo Kozibi, umukobwa w'umutware w'i Madiyani, wiciwe muri cya cyorezo cy'i Pewori.»

## ABAYISRAHELI BATINDA MU GIHUGU CYAMOWABU

### Ibarura rya kabiri ry'imiryango ya Israheli

19Nyuma y'icyo cyorezo,

## Ibarura 26

1Uhoraho abwira Musa n'umuherezabitambo Eleyazari mwene Aroni, ati

2«Mukore ibarura ry'imbaga y'Abayisraheli. Mujye muri buri muryango, mubarure abagabo bose bafite imyaka makumyabiri cyangwa irenga, kandi bashoboye gutabara mu mitwe y'ingabo ya Israheli.»

3Musa n'umuherezabitambo Eleyazari babibwirira Abayisraheli mu bibaya bya Mowabu, ku nkombe z'uruzi rwa Yorudani, ahateganye na Yeriko, bagira bati

4«Nk'uko Uhoraho yabitegetse Musa, tugiye kubarura abagabo bose bafite imyaka makumyabiri cyangwa irenga.» Dore imiryango y'Abayisraheli yari yaravuye mu Misiri:

5Rubeni ni we mfura ya Israheli. Bene Rubeni ni Hanoki sekuruza w'Abahanoki, Palawu sekuruza w'Abapalawu,

6Hesironi sekuruza w'Abahesironi, na Karumi sekuruza w'Abakarumi.

7Abo ni bo bari bagize amazu yo kwa Rubeni. Bose hamwe bari abantu 43,730.

8Abakomokaga kuri Palawu, ni Eliyabu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9n'abahungu be Nemuweli, Datani na Abiramu. Datani na Abiramuabo, ni bamwe bahagarariraga imbaga, maze baza kwivumbura kuri Musa na Aroni. Bari bafatanije n'abayoboke ba Kore, igihe biteruraga kuri Uhoraho.

10Icyo gihe isi yiciyemo urwobo, ibamirana na Kore, abantu be barapfa, maze n'umuriro uyogoza abagabo magana abiri na mirongo itanu. Ibyo byabereye abandi Bayisraheli urugero.

11Abahungu ba Kore bo ariko nta bwo bapfuye.

12Bene Simewoni, ukurikije amazu yabo ni aba: Nemuweli sekuruza w'Abanemuweli; Yamini sekuruza w'Abayamini; Yakini sekuruza w'Abayakini;

13Zerahi sekuruza w'Abazerahi, na Shawuli sekuruza w'Abashawuli.

14Ayo ni yo yari amazu yo mu muryango wa Simewoni. Abantu bari bayarimo bageraga ku 22,200.

15Bene Gadi, ukurikije amazu yabo ni aba: Sefoni sekuruza w'Abasefoni; Hagi sekuruza w'Abahagi; Shuni sekuruza w'Abashuni,

16Ozini sekuruza w'Abahozini; Eri sekuruza w'Abaheri;

17Arodi sekuruza w'Abarodi; n'Areli sekuruza w'Abareli.

18Ayo ni yo yari amazu y'abahungu ba Gadi. Abantu bari bayarimo bageraga ku 40,500.

19Abahungu ba Yuda bitwaga Eri na Onani, ari na bo bapfiriye mu gihugu cya Kanahani.

20Bene Yuda, ukurikije amazu yabo, ni aba: Shela sekuruza w'Abashela; Peresi sekuruza w'Abaperesi; Zerahi sekuruza w'Abazerahi.

21Bene Peresi ni aba: Hesironi sekuruza w'Abahesironi; na Hamuli sekuruza w'Abahamuli.

22Ayo ni yo yari amazu yo mu muryango wa Yuda. Abantu bari bayarimo bageraga ku 76,500.

23Bene Isakari, ukurikije amazu yabo ni aba: Tola sekuruza w'Abatola; Puwa sekuruza w'Abapuni;

24Yashuvi sekuruza w'Abashuvi; na Shimuroni sekuruza w'Abashimuroni.

25Ayo ni yo yari amazu yo mu muryango wa Isakari. Abantu bari bayarimo bageraga ku 64,300.

26Bene Zabuloni, ukurikije amazu yabo ni aba: Seredi sekuruza w'Abaseredi; Eloni sekuruza w'Abaheloni; na Yahaleli sekuruza w'Abayahaleli.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

27Ayo ni yo mazu yo mu muryango wa Zabuloni. Abantu bari bayarimo bageraga ku 60,500.

28Bene Yozefu ni Manase na Efurayimu.

29Kwa Manase hari Abamakiri bakomokaga kuri Makiri. Makiri uwo yabyaye Gilihadi ari we sekuruza w'Abagilihadi.

30Bene Gilihadi, ukurikije amazu yabo ni aba: Yezeri sekuruza w'Abayezeri; Heleki sekuruza w'Abaheleki;

31n'Aziriyeli sekuruza w'Abaziriyeli; Shekemu sekuruza w'Abashekemu;

32Shemida sekuruza w'Abashemida; Heferi sekuruza w'Abaheferi.

33Selofehadi mwene Heferi nta muhungu yabyaye, yasize abakobwa gusa; bakitwa Mahila, Nowa, Hagila, Milika na Tirisa.

34Ayo ni yo yari amazu yo mu muryango wa Manase. Abantu bari bayarimo bageraga ku 52,700.

35Bene Efurayimu, ukurikije amazu yabo ni aba: Shutelahi sekuruza w'Abashutelahi; Bekeri sekuruza w'Ababekeri; na Tahani sekuruza w'Abatahani.

36Umuhungu wa Shuletahi ni Erani sekuruza w'Abaherani.

37Ayo ni yo mazu yo mu muryango wa Efurayimu. Abari bayarimo bageraga ku 32,500. Ngabo rero abakomokaga kuri Yozefu uko bagiye babarurwa mu mazu yabo.

38Bene Benyamini, ukurikije amazu yabo ni aba: Bela sekuruza w'Ababela; Ashibeli sekuruza w'Abashibeli; Ahiramu sekuruza w'Abahiramu;

39Shefufamu sekuruza w'Abashefufamu; na Hufamu sekuruza w'Abahufamu.

40Bene Bela ni Aridi sekuruza w'Ababaridi, na Namani sekuruza w'Abanamani.

41Ngabo rero abakomokaga mu muryango wa Benyamini uko bagiye babarurwa mu mazu yabo. Bose bari bageze ku 45,600.

42Umuryango wa Dani wari ugizwe n'amazu y'Abashuhamu bakomokaga kuri Shuhamu. Abo ni bo bakomokaga mu muryango wa Dani uko bagiye babarurwa mu mazu yabo.

43Bose hamwe bageraga ku 64,400.

44Bene Asheri, ukurikije amazu yabo ni aba: Yimuna sekuruza w'inzu ya Yimuna; Yishwi sekuruza w'Abayishwi; na Beriya sekuruza w'Ababeriya.

45Bene Beriya ni Heberi sekuruza w'Abaheberi, na Malikiyeli sekuruza w'Abamalikiyeli.

46Umukobwa wa Asheri we yitwaga Serahi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

47Ayo ni yo yari amazu yo mu muryango wa Asheri. Abantu bari bayarimo bageraga ku 53,400.

48Bene Nefutali, ukurikije amazu yabo ni aba: Yahiseli sekuruza w'Abayahiseli; Guni sekuruza w'Abaguni;

49Yeseri sekuruza w'Abayeseri; na Shilemu sekuruza w'Abashilemu.

50Ayo ni yo mazu yo mu muryango wa Nefutali uko bagiye babarurwa mu mazu yabo. Bose hamwe bari 45,400.

51Umubare w'Abayisraheli bose hamwe wageraga ku 601.730.

### Uburyo Abayisraheli bazagabana igihugu basezeranijwe

52Uhoraho abwira Musa, ati

53«Igihugu muzakigabanya aya mazu, maze imigabane irutane mukurikije umubare w'abantu bari muri buri nzu.

54Inzu irimo abantu benshi, izahabwa umugabane munini, naho irimo bake ihabwe umugabane muto. Buri nzu muzayihe umugabane mukurikije abantu itunze.

55Ariko rero mu kugabanya igihugu, muzakoreshe ubufindo gusa. Bazabona imigabane bakurikije umubare w'abantu bari mu mazu yabo yo kwa sekuru.

56Kugira ngo bamenye aho bagomba guha amazu afite abantu benshi n'afite abantu bake, bazakoreshe ubufindo, ni bwo buzemeza neza umugabane wa buri nzu.

### Inzu ya Levi ibarurwa bwa kabiri

57Dore umubare w'Abalevi bose uko bagiye babarurwa mu mazu yabo: Abagerishoni bakomokaga kuri Gerishoni; Abakehati bakomokaga kuri Kehati, naho Abamerari bagakomoka kuri Merari.

58Amazu yo kwa Levi ni aya: inzu y'Abalivini, iy'Abaheburoni, iy'Abamahili, iy'Abamushi, n'iy'Abakore. Kehati yabyaye Amuramu.

59Umugore wa Amuramu yitwaga Yokebedi ari we mukobwa Levi yabyaranye n'umugore we mu Misiri. Yokebedi na Amuramu babyaranye Aroni na Musa, na mushiki wabo Miriyamu.

60Aroni na we yabyaye Nadabu, Avihu, Eleyazari na Itamari.

61Nadabu na Avihu ni bamwe barimbutse kubera ko bari bamurikiye Uhoraho ibyotezo bitamukwiye.

62Babaze kuva ku ruhinja rw'ukwezi kumwe, basanga umubare w'Abalevi b'igitsina gabo ugeze ku 23,000. Ni byo koko nta bwo babaruriwe hamwe n'abandi Bayisraheli kuko nta mugabane bigeze bahabwa muri bo.

### Umwanzuro w'ibarura


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

63Abo ni bo Musa n'umuherezabitambo Eleyazari babaruye mu gihe cy'ibarura ryabereye mu bibaya bya Mowabu, hafi y'uruzi rwa Yorudani, ahateganye na Yeriko.

64Nta n'umwe wari usigaye wo muri ba bandi Musa n'umuherezabitambo Aroni babaruye igihe cy'ibarura ry'Abayisraheli ryabereye mu butayu bwa Sinayi.

65Nk'uko Uhoraho yari yarababwiye ko bazagwa mu butayu, koko nta n'umwe waharokotse uretse Kalebu mwene Yefune, na Yozuwe mwene Nuni.

## Ibarura 27

### Uhoraho agena iby'abakobwa ba Selofehadi

1Selofehadi yari umuhungu wa Heferi mwene Gilihadi wa Makiri mwene Manase. Abakobwa be bitwaga Mahila, Nowa, Hogila, Milika na Tirsa; bakaba kandi abo mu nzu yo kwa Manase.

2Abo bakobwa rero bagiye imbere ya Musa, umuherezabitambo Eleyazari n'abatware b'imiryango n'ikoraniro ryose bari ku muryango w'ihema ry'ibonaniro, maze barabaza bati

3«Data utubyara yaguye mu butayu. Ariko yazize ibyaha bye bwite, ntiyari muri ba bayoboke ba Kore biteruye kuri Uhoraho. Cyakora nta muhungu yigeze abyara.

4None se izina ry'umubyeyi wacu rizasibangane mu muryango we ngo ni uko atabyaye abahungu? Natwe nimuduhe isambu nk'uko mwayihaye ba data wacu.

5Icyo kibazo cyabo rero Musa agishyikiriza Uhoraho.

6Maze Uhoraho abwira Musa, ati

7«Abakobwa ba Selofehadi baravuga ukuri. Uzabahe umugabane w'isambu nk'uko wayihaye ba se wabo, bityo bazaba bahawe umurage wa se wababyaye.

8Kandi Abayisraheli ubabwire uti 'Umugabo napfa nta muhungu asize, ibye bizajya bihabwa umukobwa we.

9Niba nta mukobwa yigeze, ibye bizahabwa abavandimwe be.

10Niba nta bavandimwe yigeze, bizahabwa ba se wabo.

11Niba kandi se w'uwo mugabo nta bavandimwe yari afite, bizahabwa mwene wabo uri hafi mu nzu ye. Uwo ni we uzabyegukana.' Nk'uko Uhoraho yabibwiye Musa, ibyo bizabera Abayisraheli itegeko rigenga irangiza ry'imanza.»

### Yozuwe ahabwa kuzazungura Musa

12Uhoraho abwira Musa, ati «Zamuka ujye muri iriya misozi ya Avarimu, maze witegereze igihugu nahaye Abayisraheli.

13Uzakireba, hanyuma nawe upfe usange abasokuruza bawe nk'uko Aroni


© 2012, Bible Society of Rwanda.

yabasanze.

[14]Impamvu y'ibyo ni uko mwansuzuguriye mu butayu bwa Sini, igihe imbaga yanshakagaho urwiyenzo. Nabategetse kugaragaza ubutungane bwanjye imbere y'Abayisraheli, muvubura amazi mu rutare, nyamara musuzugura ijambo ryanjye.» Ayo mazi ni ya yandi y'i Meriba ya Kadeshi mu butayu bwa Sini.

[15]Nuko Musa abwira Uhoraho, ati

[16]«Uhoraho, Imana, yo iha umwuka ikiremwa cyose, niyihitiremo umuntu uzayobora imbaga,

[17]akayirangaza imbere mu igenda no mu igaruka. Bityo imbaga y'Imana ntizaba nk'intama zitagira umushumba.»

[18]Uhoraho asubiza Musa, ati «Fata Yozuwe mwene Nuni; ni umugabo wahawe umwuka w'Imana. Uzamuramburireho ikiganza,

[19]umushyikirize umuherezabitambo Eleyazari n'imbaga yose, maze umuhere ubutware imbere yabo.

[20]Uzamuhe umugabane ku butegetsi bwawe, kugira ngo imbaga yose y'Abayisraheli ijye imwumvira.

[21]Azasanga umuherezabitambo Eleyazari, uzambaza ugushaka kwanjye akoresheje amabuye y'ubufindo. Igisubizo bazahabwa icyo ari cyo cyose, ni cyo Yozuwe n'imbaga yose bazajya bakurikira.»

[22]Musa agenza uko Uhoraho yari yamutegetse, maze afata Yozuwe amushyikiriza umuherezabitambo Eleyazari hamwe n'imbaga yose.

[23]Musa amurambikaho ibiganza, maze amuha gutwara mu mwanya we nk'uko Uhoraho yari yabitegetse.

## Ibarura 28

### AMATEGEKO AGENGA IBITAMBO

#### Igitambo cya buri munsi

[1]Uhoraho abwira Musa, ati

[2]«Dore ibyo uzabwira Abayisraheli: Muzanzanire, mu gihe cyateganijwe, amaturo yanjye n'ibiribwa bifite impumuro yurura.

[3]Uzababwire kandi uti 'Dore ibiribwa muzamurikira Uhoraho: buri munsi, muzazana abana b'intama babiri, batagira inenge, bo guturwaho igitambo gitwikwa gihoraho.

[4]Umwana w'intama umwe uzaturwa mu gitondo, undi uturwe nimugoroba mu kabwibwi.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Ibyo bizaherekezwa n'ituro ry'icyibo cy'ifu ivugishijwe kimwe cya kane cy'akabindi k'amavuta arongoroye y'imizeti isekuye.

6Ni igitambo gitwikwa kandi gihoraho, nk'uko cyaturwaga ku musozi wa Sinayi, kigizwe n'ibiribwa by'impumuro yurura Uhoraho.

7Ku gitambo giseswa, giherekeje umwana w'intama wa mbere, muzatura Uhoraho mu Ngoro ye, muzakoreshe kimwe cya kane cy'akabindi ka divayi ihiye.

8Umwana w'intama wa kabiri, uzaturwa nimugoroba mu kabwibwi. Ituro n'igitambo giseswa bizawuherekeza, bizaba ari bimwe n'ibya mu gitondo. Ibyo bizabera Uhoraho ibiribwa bifite impumuro imwurura.

### Igitambo cyo ku munsi wa Sabato

9Ku munsi wa Sabato, muzatura abana b'intama babiri batagira inenge, hamwe n'ituro ry'utwibo tubiri tw'ifu ivugishijwe amavuta, n'igitambo giseswa cyategetswe.

10Icyo ni igitambo gitwikwa cyo kuri Sabato; kandi kikiyongera buri Sabato ku gitambo gihoraho n'igiseswa bya buri munsi.

### Igitambo cyo ku munsi wa mbere w'ukwezi

11Mu ntangiriro ya buri kwezi, muzamurikira Uhoraho igitambo gitwikwa: ibimasa bibiri, isekurume y'intama imwe, abana b'intama barindwi b'umwaka umwe, kandi ayo matungo yose akazaba atagira inenge.

12Kuri buri kimasa, muzazana ituro ry'utwibo dutatu tw'ifu ivugishijwe amavuta, ku isekurume y'intama muzazane ituro ry'utwibo tubiri tw'ifu ivugishijwe amavuta,

13kuri buri mwana w'intama na ho, muzane ituro ry'icyibo cy'ifu ivugishijwe amavuta. Ni igitambo gitwikwa gifite impumuro yurura, ni ibiribwa by'Uhoraho.

14Ibitambo biseswa byategetswe ni ibi: kimwe cya kabiri cy'akabindi ka divayi kuri buri kimasa, kimwe cya gatatu cy'akabindi ka divayi kuri buri sekurume y'intama, na kimwe cya kane cy'akabindi ka divayi kuri buri mwana w'intama. Icyo ni cyo gitambo gitwikwa cyo ku mboneko z'ukwezi, muzajya mugitura mu ntangiriro y'amezi yose y'umwaka.

15Byongeye kandi muzatura Uhoraho isekurume y'ihene ho igitambo cy'impongano y'icyaha. Izaturwa, maze yiyongere ku gitambo gihoraho n'igiseswa bya buri munsi.

### Igitambo cyo ku munsi mukuru wa Pasika

16Ku munsi wa cumi na kane w'ukwezi kwa mbere, muzizihiza Pasika yo guhesha Uhoraho icyubahiro.

17Umunsi wa cumi na gatanu w'uko kwezi, ni umunsi w'ibirori. Muzamara iminsi irindwi murya imigati idasembuye.

18Ku munsi wa mbere, muzagira iteraniro ritagatifu, kandi ntimuzagire umurimo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

unaniza mukora.

19Dore ibiribwa bitwikwa muzatura Uhoraho: ibimasa bibiri, isekurume y'intama imwe, n'abana b'intama barindwi b'umwaka umwe. Muzahitemo kandi amatungo atagira inenge.

20Ibyo byose bizaherekezwa n'ituro ryategetswe ry'ifu ivugishijwe amavuta. Kuri buri kimasa muzatanga utwibo dutatu tw'ifu, naho kuri buri sekurume y'intama mutange utwibo tubiri.

21Ba bana b'intama na bo, kuri umwe muzatanga akebo kamwe k'ifu.

22Muzongereho kandi isekurume y'ihene ituweho igitambo cy'impongano y'icyaha, kugira ngo mukore umuhango ubahanaguraho icyaha.

23Ibyo byose bizakorwa bisanga cya gitambo gitwikwa cya mu gitondo, ari na cyo gitambo gitwikwa gihoraho.

24Buri munsi muri cya gihe cy'iminsi irindwi, muzatura Uhoraho ibiribwa bifite impumuro imwurura. Muzabitura bisanga cya gitambo gihoraho n'igiseswa bya buri munsi.

25Ku munsi wa karindwi muzagira iteraniro ritagatifu, kandi ntimuzagire umurimo unaniza mukora.

### Igitambo cyo ku munsi w'umuganura

26Ku munsi w'umuganura, nimumurikira Uhoraho ituro ry'umusaruro w'uwo mwaka, muzagire iteraniro ritagatifu, kandi ntihazagire umurimo unaniza mukora.

27Muzatura Uhoraho igitambo gitwikwa gifite impumuro yurura, kandi kigizwe n'ibi bikurikira: ibimasa bibiri, isekurume y'intama imwe, n'abana b'intama barindwi b'umwaka umwe,

28byose biherekezwe n'ituro ryategetswe ry'ifu ivugishijwe amavuta. Kuri buri kimasa muzatanga utwibo dutatu tw'ifu, no kuri buri sekurume y'intama mutange utwibo tubiri tw'ifu.

29Ba bana b'intama na bo, kuri umwe muzatanga akebo kamwe k'ifu.

30Muzongeraho kandi n'isekurume y'ihene yo gukora umuhango ubahanaguraho icyaha.

31Ibyo byose bizaturanwa n'ibitambo biseswa, bize bisanga igitambo gihoraho n'ituro rigiherekeza; muzahitamo amatungo atagira inenge.

## Ibarura 29

### Igitambo cyo ku munsi wa mbere w'ukwezi kwa karindwi

1Ku munsi wa mbere w'ukwezi kwa karindwi, muzagira iteraniro ritagatifu, kandi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nta murimo unaniza muzakora. Uzababera umunsi w'impundu.

2Muzatura Uhoraho igitambo gitwikwa, gifite impumuro yurura, kandi kigizwe n'ibi bikurikira: ikimasa kimwe, isekurume y'intama imwe, n'abana b'intama barindwi b'umwaka umwe; ayo matungo yose kandi akazaba atarangwaho inenge.

3Icyo gitambo kizaherekezwe n'ituro ryategetswe ry'ifu ivugishijwe amavuta. Ku kimasa muzatange utwibo dutatu tw'ifu, no ku isekurume y'intama mutange utwibo tubiri.

4Ba bana b'intama barindwi na bo, kuri umwe muzatanga akebo kamwe k'ifu.

5Muzongeraho kandi isekurume y'ihene iturweho igitambo cy'impongano y'icyaha, kugira ngo mukore umuhango ukibahanaguraho.

6Ibyo byose bizaza byiyongera ku maturo y'ibitambo bitwikwa, ari igihoraho, ari n'icy'uwa mbere wa buri kwezi, hamwe n'ibitambo biseswa bibiherekeza nk'uko imihango yabyo ibiteganya. Ibyo bitambo byose, bizabera Uhoraho ibiribwa bifite impumuro imwurura.

### Igitambo cyo ku munsi mukuru w'imbabazi

7Ku munsi wa cumi w'uko kwezi kwa karindwi, muzagira iteraniro ritagatifu. Muzasibe kurya, kandi ntimuzagire umurimo unaniza mukora.

8Muzatura Uhoraho igitambo gitwikwa, gifite impumuro yurura, kandi kigizwe n'ibi bikurikira: ikimasa kimwe, isekurume y'intama imwe, n'abana b'intama barindwi b'umwaka umwe. Muzahitemo kandi amatungo atarangwaho inenge.

9Icyo gitambo kizaherekezwe n'ituro ryategetswe ry'ifu ivugishijwe amavuta. Ku kimasa muzatange utwibo dutatu tw'ifu, no ku isekurume y'intama mutange utwibo tubiri.

10Ba bana b'intama barindwi na bo, kuri umwe muzatanga buri gihe akebo kamwe k'ifu.

11Muzongeraho kandi isekurume y'ihene yo guturwaho igitambo cy'impongano y'icyaha yo ku munsi mukuru w'imbabazi, ku gitambo gitwikwa gihoraho n'ituro ryacyo, hamwe n'ibitambo biseswa bigiherekeza.

### Igitambo cyo ku munsi mukuru w'amahema

12Ku munsi wa cumi na gatatu w'ukwezi kwa karindwi, muzagira iteraniro ritagatifu kandi ntimuzagire umurimo unaniza mukora. Muzahimbaza Uhoraho, mumukorere itambagira ry'iminsi irindwi.

13Uhoraho muzamutureho igitambo gitwikwa ibi biribwa bifite impumuro yurura: ibimasa cumi na bitatu, amasekurume y'intama abiri, n'abana b'intama cumi na bane b'umwaka umwe; ayo matungo yose kandi akazaba atagira inenge.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14 Icyo gitambo kizaherekezwa n'ituro ryategetswe ry'ifu ivugishijwe amavuta. Kuri buri kimasa muzatange utwibo dutatu tw'ifu, kuri buri sekurume y'intama mutange utwibo tubiri,

15 naho kuri buri mwana w'intama mutange buri gihe akebo kamwe k'ifu.

16 Muzongeraho kandi isekurume y'ihene yo guturwaho igitambo cy'impongano y'icyaha. Iyo sekurume y'ihene iziyongera ku gitambo gitwikwa gihoraho, hamwe n'igitambo giseswa bigiherekeza.

17 Dore ibigize igitambo cyo ku munsi wa kabiri: ibimasa cumi na bibiri, amasekurume abiri y'intama, n'abana b'intama cumi na bane b'umwaka umwe; ayo matungo yose kandi akazaba atagira inenge.

18 Nk'uko bisanzwe bigenda, icyo gitambo kizaherekezwa n'ituro n'ibitambo biseswa byategetswe kuri buri kimasa, buri sekurume y'intama no kuri buri mwana w'intama.

19 Muzongeraho kandi isekurume y'ihene yo guturwaho igitambo cy'impongano y'icyaha. Iyo sekurume y'ihene iziyongera ku gitambo gitwikwa gihoraho, hamwe n'igitambo giseswa bigiherekeza.

20 Dore ibigize igitambo cyo ku munsi wa gatatu: ibimasa cumi na kimwe, amasekurume y'intama abiri, n'abana b'intama cumi na bane b'umwaka umwe; ayo matungo yose kandi akazaba atagira inenge.

21 Nk'uko bisanzwe bigenda, icyo gitambo kizaherekezwa n'ituro, n'ibitambo biseswa byategetswe kuri buri kimasa, buri sekurume y'intama no kuri buri mwana w'intama.

22 Muzongeraho isekurume y'ihene yo guturwaho igitambo cy'impongano y'icyaha. Iyo sekurume y'ihene iziyongera ku gitambo gitwikwa gihoraho, hamwe n'igitambo giseswa bigiherekeza.

23 Dore ibigize igitambo cyo ku munsi wa kane: ibimasa cumi, amasekurume y'intama abiri, n'abana b'intama cumi na bane b'umwaka umwe; ayo matungo yose kandi akazaba atagira inenge.

24 Nk'uko bisanzwe bigenda, icyo gitambo kizaherekezwa n'ituro, n'ibitambo biseswa byategetswe kuri buri kimasa, buri sekurume y'intama no kuri buri mwana w'intama.

25 Muzongeraho n'isekurume y'ihene yo guturwaho igitambo cy'impongano y'icyaha. Iyo sekurume y'ihene iziyongera ku gitambo gitwikwa gihoraho, hamwe n'igitambo giseswa bigiherekeza.

26 Dore ibigize igitambo cyo ku munsi wa gatanu: ibimasa icyenda, amasekurume y'intama abiri, abana b'intama cumi na bane b'umwaka umwe; ayo matungo yose

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kandi akazaba atagira inenge.

27Nk'uko bisanzwe bigenda, icyo gitambo kizaherekezwa n'ituro, n'ibitambo biseswa byategetswe kuri buri kimasa, buri sekurume y'intama no kuri buri mwana w'intama.

28Muzongeraho isekurume y'ihene yo guturwaho igitambo cy'impongano y'icyaha. Iyo sekurume y'ihene iziyongera ku gitambo gitwikwa gihoraho, hamwe n'igitambo giseswa bigiherekeza.

29Dore ibigize igitambo cyo ku munsi wa gatandatu: ibimasa munani, amasekurume y'intama abiri, abana b'intama cumi na bane b'umwaka umwe; ayo matungo akazaba atagira inenge.

30Nk'uko bisanzwe bigenda, icyo gitambo kizaherekezwa n'ituro, n'ibitambo biseswa byategetswe kuri buri kimasa, buri sekurume y'intama no kuri buri mwana w'intama.

31Muzongeraho isekurume y'ihene yo guturwaho igitambo cy'impongano y'icyaha. Iyo sekurume y'ihene iziyongera ku gitambo gitwikwa gihoraho, hamwe n'igitambo giseswa bigiherekeza.

32Dore ibigize igitambo cyo ku munsi wa karindwi: ibimasa birindwi, amasekurume y'intama abiri, abana b'intama cumi na bane b'umwaka umwe; ayo matungo akazaba atagira inenge.

33Nk'uko bisanzwe bigenda, icyo gitambo kizaherekezwa n'ituro, n'ibitambo biseswa byategetswe kuri buri kimasa, buri sekurume y'intama, no kuri buri mwana w'intama.

34Muzongereho n'isekurume y'ihene yo guturwaho igitambo cy'impongano y'icyaha. Iyo sekurume y'ihene iziyongera ku gitambo gitwikwa gihoraho, hamwe n'igitambo giseswa bigiherekeza.

35Ku munsi wa munani, ni ho muzasoza umunsi mukuru wanyu, kandi ntimuzagire umurimo unaniza mukora.

36Ibiribwa bikurikira muzabitura Uhoraho ho igitambo gitwikwa gifite impumuro imwurura: ikimasa kimwe, isekurume y'intama imwe, abana barindwi b'intama b'umwaka umwe; ayo matungo yose akazaba atagira inenge.

37Nk'uko bisanzwe bigenda, icyo gitambo kizaherekezwa n'ituro, n'ibitambo biseswa byategetswe ku kimasa, ku isekurume y'intama, no kuri buri mwana w'intama.

38Muzongeraho isekurume y'ihene yo guturwaho igitambo cy'impongano y'icyaha. Iyo sekurume y'ihene iziyongera ku gitambo gitwikwa gihoraho, hamwe n'igitambo giseswa bigiherekeza.

39Ibyo ni byo muzatura Uhoraho ku minsi yabiteganirijwe. Bizaza bisanga kandi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ibitambo by'imihigo yanyu, ibyo mwituriye ku bushake bwanyu, ibitambo bitwikwa, amaturo y'ifu, ibitambo biseswa hamwe n'ibitambo by'ubuhoro.»

## Ibarura 30

### Itegeko rigenga imihigo

1Musa abwira Abayisraheli ibyo Uhoraho yari yamutegetse byose.

2Musa abwira abatware b'amazu ya Israheli, ati «Dore itegeko Uhoraho yatanze:

3Umuntu nagirira Uhoraho umuhigo, cyangwa akagira icyo yiyemeza mu ndahiro, ntazanyuranye n'ijambo rye. Ahubwo azubahirize muri byose amasezerano yamuvuye mu kanwa.

4Igihe umukobwa w'inkumi ukiri kwa se agiriye Uhoraho umuhigo, cyangwa akagira icyo yiyemeza ku giti cye,

5iyo se amenye ko yakoze ayo masezerano cyangwa ko hari icyo yiyemeje ku giti cye, ntagire icyo amubwira, byose bizahama.

6Ariko umunsi se yabimenye akamubuza, iyo mihigo ye n'ibyo yiyemeje ku giti cye, byose bizaba bisheshwe. Uhoraho azamubabarira kuko se azaba yamubujije.

7Uwo mukobwa kandi ashobora kurongorwa akirangwaho iyo mihigo hamwe n'ibyo yiyemeje ku ijambo ryavuye mu kanwa ke.

8Umugabo we iyo abimenye ntagire icyo amubwira kuri uwo munsi, umuhigo we n'ibyo yiyemeje byose ku giti cye bikomeza guhama.

9Ariko umugabo we namubuza ku munsi yabimenyeyeho, uwo muhigo hamwe n'ibyo yiyemeje byose ku ijambo rivuye mu kanwa ke, bizaba bisheshwe. Uhoraho na we azamubabarira.

10Cyakora, umuhigo w'umupfakazi cyangwa w'umugore wirukanywe mu nzu, uzahama uko azaba yawiyemeje kose.

11Ariko uwo muhigo nawugirira mu nzu y'umugabo we, akagira icyo yiyemeza ku ndahiro,

12hanyuma umugabo yabimenya ntagire icyo avuga ngo amubuze, ayo masezerano ye yose azahama.

13Ariko umugabo we niyiyemeza kuyasesa ku munsi yayamenyeyeho, amagambo y'uwo mugore yerekeye umuhigo n'andi masezerano yose, azaba impfabusa. Kuko umugabo we azaba yayasheshe, Uhoraho azababarira uwo mugore.

14Ari umuhigo cyangwa indahiro umugore yiyemeje akanabisibirira, umugabo we ni we uzabiha ishingiro cyangwa akabisesa.

15Uwo mugabo natagira icyo avuga kugera bukeye, iyo mihigo y'umugore hamwe

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'ayo masezerano ye, azaba abihaye guhama. Azaba abihaye ishingiro kuko nta cyo azaba yabivuzeho ku munsi yabimenye.

16Ariko umugabo niyiyemeza kubisesa nyuma y'umunsi yabibwiweho, ni we uzabazwa icyaha cy'umugore we.»

17Ayo ni yo mategeko Uhoraho yabwiye Musa. Yerekeye umugabo n'umugore we, kimwe n'umugabo n'umukobwa we w'inkumi ukiri iwabo.

## Ibarura 31

### Abayisraheli batera Abamadiyani

1Uhoraho abwira Musa, ati

2«Ugomba guhorera Abayisraheli inabi Abamadiyani babagiriye. Ibyo nubirangiza, uzapfa usange ba sokuru.»

3Musa ni ko kubwira imbaga, ati «Muri mwe nihagire abagabo bategura intwaro zabo, maze bajye ku rugamba. Bazatera igihugu cya Madiyani kugira ngo bahorere Uhoraho.

4Imiryango ya Israheli yose izatabara, umwe ugende wohereza ku rugamba abagabo igihumbi.»

5Mu mbaga nyamwinshi y'Abayisraheli, batoranyije abantu igihumbi muri buri muryango. Abari bakereye gutabara bose hamwe rero bari abagabo ibihumbi cumi na bibiri.

6Uko bari bavuye muri buri muryango ari ibihumbi, Musa abohereza ku rugamba. Bajyana n'umuherezabitambo Pinehasi mwene Eleyazari, wari utwaye ibikoresho bitagatifu n'impanda zo kuvuzwa.

7Nuko batera igihugu cya Madiyani, nk'uko Uhoraho yari yabitegetse Musa, maze bica abagabo bose.

8Bishe kandi n'abami batanu ba Madiyani ari bo: Ewi, Rekemu, Suri, Huri na Reva. Barongera bicisha inkota Balamu mwene Bewori.

9Abayisraheli bagira imfungwa abagore b'i Madiyani hamwe n'abana babo; babanyaga amatungo yabo yose hamwe n'ibyabo byose.

10Batwika imigi yose yari ituwe n'Abamadiyani n'ingando zabo zose.

11Nuko bacyura iminyago yose, ari iy'abantu ari n'iy'amatungo.

12Izo mfungwa zari zafatiwe mu ntambara hamwe n'iminyago yose, babimurikira Musa, umuherezabitambo Eleyazari n'ikoraniro ryose ry'Abayisraheli. Ibyo byose babijyana mu ngando yari mu bibaya bya Mowabu bikikije Yorudani iteganye na Yeriko.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Musa, n'umuherezabitambo Eleyazari, hamwe n'abatware b'ikoraniro bose barasohoka, bajya kubasanganira hanze y'ingando.

14Musa arakarira abatware b'ingabo bari bavuye muri icyo gitero, agira ati

15«Mwishe abandi musiga abagore!

16Kandi ari bo, mu gihe cya Balamu, batumye Abayisraheli batatira Uhoraho bakishyira mu maboko y'ikigirwamana cy'i Pewori, maze icyorezo kikayogoza ikoraniro ry'Uhoraho!

17None rero nimwice abana b'abahungu bose n'abagore bose bigeze kuryamana n'umugabo.

18Ariko abana b'abakobwa batigeze baryamana n'umugabo, mubakomeze, mubagire abanyu.

19Naho mwebwe, mu gihe cy'iminsi irindwi, muzarara hanze y'ingando. Mwebwe mwese abishe umuntu cyangwa mugakora intumbi, muzakora umuhango wo kwisukura ku munsi wa gatatu no ku wa karindwi. Abagore b'imfungwa mwazanye, na bo bazagenza batyo.

20Ubundi kandi, ibitambo byose, ibintu bikozwe mu ruhu byose, ibikozwe mu bwoya bw'ihene byose, n'ibikoresho bibajwe mu giti byose, muzabikoreraho umuhango wo kubisukura.»

21Umuherezabitambo Eleyazari abwira ingabo zari zaragiye ku rugamba, ati «Dore amabwiriza y'itegeko Uhoraho yahaye Musa:

22zahabu, feza, umuringa,

23n'andi moko yose y'ibyuma bidashongeshwa n'umuriro, muzabiwushyiramo kugira ngo mubisukure. Muri uwo muhango kandi, muzakoresha n'amazi y'icyuhagiro. Naho ibintu bishobora gutwikwa n'umuriro, muzabisukuza amazi.

24Muzamesa kandi imyambaro yanyu ku munsi wa karindwi, bityo mube musukuwe. Nyuma y'ibyo muzasubira mu ngando.»

### Uko Abayisraheli bagabanyijwe iminyago

25Uhoraho abwira Musa, ati

26«Wowe ubwawe, n'umuherezabitambo Eleyazari hamwe n'abatware b'imiryango y'ikoraniro, mubare ibyafashweho iminyago byose, ari abantu, ari n'amatungo.

27Iminyago uzayigabanya ingabo zagiye ku rugamba, n'ikoraniro ryose.

28Ku byo uzaha ingabo zitabarutse, uzagabanyeho ituro ry'Uhoraho ku buryo bukurikira: ku mfungwa magana atanu, imwe izaba iy'Uhoraho; no ku matungo magana atanu, ari ibimasa, ari indogobe, ari n'amatungo magufi, rimwe rizaba


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

iry'Uhoraho.

29Ibyo uzabifata ku mugabane wabo, ubihe Eleyazari umuherezabitambo, ribe ari ryo turo bagomba guha Uhoraho.

30Ku mugabane w'abandi Bayisraheli, naho uzafata kimwe cya mirongo itanu ku mfungwa, ku bimasa, ku ndogobe no ku yandi matungo yose, maze ugihe Abalevi bashinzwe imirimo yo mu Ngoro y'Uhoraho.»

31Musa n'umuherezabitambo Eleyazari, bakora ibyo Uhoraho yari yategetse Musa.

32Ibyari bisigaye ku minyago yazanywe n'ingabo zagiye ku rugamba, ni ibi: amatungo magufi 675.000,

33amatungo meremare 72,000,

34n'indogobe 61,000.

35Abantu, ni ukuvuga abakobwa batigeze baryamana n'umugabo, bari 32,000.

36Kimwe cya kabiri cyahawe ingabo zari zagiye ku rugamba cyari kigizwe n'ibi bikurikira: amatungo magufi 337.500,

37ariko muri yo 675 yatanzweho ituro ry'Uhoraho;

38ibimasa 36,000, ariko muri byo 72 bitangwaho ituro ry'Uhoraho;

39indogobe 30,500, ariko muri zo 61 zitangwaho ituro ry'Uhoraho;

40n'abakobwa 16,000, bagabanyijweho 32 babatura Uhoraho.

41Iryo turo ry'Uhoraho Musa yari yagabanyije ku minyago, yarihaye umuherezabitambo Eleyazari, nk'uko Uhoraho yari yabimutegetse.

42Naho umugabane wahawe Abayisraheli,

43ari na wo Musa yagabanyije ku minyago y'ingabo zivuye ku rugamba, wari ugizwe n'ibi bikurikira: amatungo magufi 337.500,

44ibimasa 36,000,

45indogobe 30,500,

46n'abantu 16,000.

47Nk'uko Uhoraho yari yabimutegetse, ku mugabane w'Abayisraheli, Musa afataho kimwe cya mirongo itanu ku mfungwa no ku matungo, maze agiha Abalevi bari bashinzwe imirimo yo mu Ngoro y'Uhoraho.

### Ituro ry'abatware b'imitwe y'ingabo

48Abari bagabye imitwe y'ingabo ku rugamba, abagengagihumbi n'abagengajana, begera Musa,


© 2012, Bible Society of Rwanda.

49 maze baramubwira bati «Abagaragu bawe babaze ingabo tuyobora basanga nta n’umwe ubuzemo.

50 Ni yo mpamvu rero tuzaniye Uhoraho ituro ryacu, kugira ngo mu maso ye, dukore umuhango uhanagura icyaha ku bantu bacu. Twazanye rero ibintu byose bikoze muri zahabu buri muntu yasahuye: imiringa yo ku maboko, impeta z’amoko yose, amahelena yo ku matwi, hamwe n’imikufi.»

51 Musa n’umuherezabitambo Eleyazari bakira iyo mitako yose ya zahabu yazanywe n’abatware b’ingabo.

52 Zahabu yose yatuwe n’abatware b’imitwe y’ingabo n’ab’amatorero yapimaga amasikeli 16,750.

53 Ingabo zo zari zasahuye buri muntu ku giti cye.

54 Musa n’umuherezabitambo Eleyazari rero, bakira iyo zahabu y’abatware b’imitwe y’ingabo n’ab’amatorero bayijyana mu ihema ry’ibonaniro kugira ngo mu maso y’Uhoraho, ibere Abayisraheli urwibutso.

## Ibarura 32

### Imiryango ya Gadi, Rubeni na Manase itura iburasirazuba bwaYorudani

1 Bene Rubeni na bene Gadi bari bafite amashyo y’amatungo menshi cyane. Barebye igihugu cya Yazeri n’icya Gilihadi, basanga iyo ntara irimo urwuri rwiza rw’ayo matungo yabo.

2 Bene Rubeni na bene Gadi basanga Musa, n’umuherezabitambo Eleyazari, n’abatware b’umuryango, barababwira bati

3 «Ataroti, Divoni, Yazeri, Nimura, Heshiboni, Eleyale, Sevamu, Nebo na Bewoni,

4 iyo ntara Uhoraho yatsindiye imbaga y’Abayisraheli, ni igihugu kibereye ubworozi bw’amatungo. Kandi rero urabizi, twe abagaragu bawe, dufite amashyo.

5 Turakwinginze rero ngo kiriya gihugu ukiduheho umugabane twebwe abagaragu bawe, maze woye kutwambutsa Yorudani.»

6 Ariko Musa asubiza bene Gadi na bene Rubeni, ati «Ngaho rero! Abavandimwe banyu bagiye ku rugamba, namwe ngo mwisigarire hano !

7 Ni kuki mushaka guca intege abandi Bayisraheli ngo boye kujya mu gihugu Uhoraho yabahaye?

8 Ni nk’uko kandi abasokuruza banyu babigenje igihe twari i Kadeshi-Barineya, nkabohereza gutata igihugu basezeranijwe.

9 Barazamutse bagera mu kibaya cya Eshikoli, maze bareba icyo gihugu. Mu kugaruka, baje baca intege Abayisraheli, bababuza kwinjira mu gihugu Uhoraho

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

yabasezeranije.

10Kuri uwo munsi Uhoraho yararakaye cyane, maze arahira agira ati

11’Bariya bantu bavuye mu Misiri, bakaba bafite imyaka makumyabiri n’irenga, kuko banze kunkurikira, bazapfa batabonye igihugu nasezeranije Abrahamu, Izaki na Yakobo.’

12Abarokotse muri abo ni Kalebu mwene Yefune w’Umukenisi, na Yozuwe mwene Nuni, kuko bari bakurikiye Uhoraho nta gushidikanya.

13Uhoraho yarakariye cyane Abayisraheli, maze ababungagiza mu butayu imyaka mirongo ine, kugeza ubwo abari bakoze ibitamunyuze bose bashaje bagashira.

14None rero namwe, bwoko bw’abanyabyaha, mugiye kugenza nka ba so, mukururire Israheli yose uburakari bw’Uhoraho!

15By’ukuri, nimwanga kumukurikira, azahamisha Israheli muri ubu butayu, muzabe ari mwe mpamvu y’ukurimbuka k’uyu muryango.»

16Baramwegera, maze baramubwira bati «Tugiye kubaka hano ibiraro by’amashyo y’intama zacu, twubake n’imigi y’abana bacu.

17Naho twebwe tuzihutira gufata intwaro tugende imbere y’Abayisraheli kugeza ubwo na bo tuzaba tumaze kubinjiza iwabo. Abana bacu bazasigara hano mu migi y’intavogerwa, aho batazaterwa n’abaturage b’iki gihugu.

18Nta bwo tuzagaruka mu mazu yacu mbere y’uko buri Muyisraheli wese agira umunani we.

19Ariko ntituzagabana na bo igihugu kiri hakurya ya Yorudani, twebwe umunani wacu uherereye hano, iburasirazuba bwa Yorudani.»

20Musa arabasubiza ati «Nimubigenza mutyo, mugafata intwaro imbere y’Uhoraho, mukajya ku rugamba,

21ingabo zanyu zikambuka Yorudani kugeza ubwo Uhoraho azirukana imbere ye abanzi be bose,

22maze mukazahindukira ari uko icyo gihugu cyaganjwe, nta cyo muzabazwa imbere y’Uhoraho n’imbere ya Israheli, kandi iki gihugu kizaba umugabane wanyu.

23Ariko nimutagenza mutyo, muzaba mucumuriye Uhoraho; kandi mumenye ko icyaha cyanyu cyabakurikirana.

24Nimwubake imigi y’abana banyu n’ibiraro by’intama zanyu, ariko ijambo ryavuye mu munwa wanyu muzaryubahirize.»

25Bene Gadi na bene Rubeni babwira Musa, bati «Twebwe abagaragu bawe, tuzubahiriza neza amategeko ya databuja.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

26Abagore n'abana bacu, amashyo yacu n'amatungo yacu yose, bizasigara hano mu
migi ya Gilihadi.

27Naho twebwe abagaragu bawe, abakereye itabaro, tuzashoza urugamba imbere
y'Uhoraho, nk'uko databuja abivuze.»

28Iby'abo bantu rero, Musa abishinga umuherezabitambo Eleyazari, na Yozuwe
mwene Nuni, hamwe n'abatware b'imiryango ya Israheli.

29Yarababwiye ati «Bene Gadi na bene Rubeni nibafata intwaro mukambukana
Yorudani, bakajya ku rugamba, nimumara kuganza kiriya gihugu, muzabahe intara
ya Gilihadi ho umugabane.

30Ariko nibadafata intwaro hamwe namwe, bazahabwa umugabane wabo hagati
yanyu mu gihugu cya Kanahani.»

31Bene Gadi na bene Rubeni barasubiza bati «Tuzakora ibyo Uhoraho yabwiye
abagaragu bawe.

32Twebwe ubwacu, tuzafata intwaro tujye mu gihugu cya Kanahani imbere
y'Uhoraho, kandi umugabane wacu uzaba uyu wo hakuno ya Yorudani.»

33Igihugu cya Sihoni umwami w'Abahemori, icya Ogi umwami wa Bashani, imigi
yabyo n'intara ziyegereye, byose Musa abyegurira bene Gadi, bene Rubeni, n'igice
kimwe cy'umuryango wa Manase mwene Yozefu.

34Bene Gadi bubaka bundi bushya imigi ya Divoni, Ataroti, Aroweri,

35AtirotiShofani, Yazeri, Yogiboha,

36Beti-Nimura, na Beti-Harani. Iyo migi barayubatse barayikomeza, bubaka n'ibiraro
by'amatungo yabo.

37Bene Rubeni bubaka bundi bushya imigi ya Heshiboni, Eleyale, Kiriyatayimu,

38Nebo, Behali-Mewoni na Sivima. Uretse Sivima, amazina y'iyo migi yose bubatse
bundi bushya barayahinduye bayita ayandi mashyashya.

39Bene Makiri, umuhungu wa Manase, bagiye muri Gilihadi, icyo gihugu
barakigabiza, bakirukanamo Abahemori bari bagituye.

40Nuko Gilihadi, Musa ayiha Makiri mwene Manase, arahatura.

41Yayiri mwene Manase aragenda yigabiza umugi wa Kenati n'iyindi mito iwukikije,
maze awitirira izina rye Novahi.

## Ibarura 33

### Indaro Abayisraheli baraye uhereye mu Misiri

1Dore indaro Abayisraheli baraye igihe basohotse mu Misiri n'ingabo zabo,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bayobowe na Musa na Aroni.

2Ku itegeko ry'Uhoraho Musa yagiye yandika ahantu bageraga bakahatinda, nyuma bakaza kuhava. Dore rero ahantu bagiye bahagarara, cyangwa bakahaca ingando.

3Bahagurutse i Ramusesi ku munsi wa cumi na gatanu w'ukwezi kwa mbere. Hari bukeye bwa Pasika, ubwo Abayisraheli basohokaga nta nkomyi, mu maso y'Abanyamisiri bose.

4Icyo gihe Abanyamisiri barimo bahamba abantu babo Uhoraho yari yishe kugira ngo ahinyuze imana zabo. Abo bishwe ni abari bavutse uburiza bose.

5Abayisraheli bahagurutse i Ramusesi bajya gushinga ingando i Sukoti.

6Bahagurutse i Sukoti, bajya gushinga ingando ahitwa Etamu ku rubibi rw'ubutayu.

7Bahagurutse ahitwa Etamu bagaruka kuri Pi-Hahiroti, ahateganye na Behali-Sefoni, bashinga ingando imbere ya Migidoli.

8Bahagurutse imbere ya Hahiroti, bambuka inyanja, bagera mu butayu bwa Etamu; nyuma y'urugendo rw'iminsi itatu bashinga ingando i Mara.

9Bahagurutse i Mara bagera ahitwa Elimu hari amasoko cumi n'abiri n'imikindo mirongo irindwi; aho ni ho bashinze ingando.

10Bahagurutse i Elimu, bashinga ingando hafi y'inyanja y'Urufunzo.

11Bahagurutse hafi y'inyanja y'Urufunzo, bajya gushinga ingando mu butayu bwa Sini.

12Bahagurutse mu butayu bwa Sini, bajya gushinga ingando i Dofuka.

13Bahagurutse i Dofuka bajya gushinga ingando ahitwa Alushi.

14Bahagurutse Alushi, bajya gushinga ingando i Refidimi, hamwe umuryango wageze ukabura amazi yo kunywa.

15Bahagurutse i Refifimu, bajya gushinga ingando mu butayu bwa Sinayi.

16Bahagurutse mu butayu bwa Sinayi bajya gushinga ingando i Kiviroti-Tawa.

17Bahagurutse i Kiviroti-Tawa bajya gushinga ingando i Haseroti.

18Bahagurutse i Haseroti, bajya gushinga ingando i Ritima.

19Bahagurutse i Ritima bajya gushinga ingando i Rimoni-Peresi.

20Bahagurutse i Rimoni-Peresi bajya gushinga ingando i Livina.

21Bahagurutse i Livina, bajya gushinga ingando i Risa.

22Bahagurutse i Risa, bajya gushinga ingando i Kehelata.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

23Bahagurutse i Kehelata, bajya gushinga ingando ku musozi wa Sheferi.

24Bahagurutse ku musozi wa Sheferi, bajya gushinga ingando i Harada.

25Bahagurutse i Harada, bajya gushinga ingando i Makeheloti.

26Bahagurutse i Makeheloti, bajya gushinga ingando i Tahati.

27Bahagurutse i Tahati, bajya gushinga ingando i Terahi.

28Bahagurutse i Terahi, bajya gushinga ingando i Mitika.

29Bahagurutse i Mitika, bajya gushinga ingando i Hashimona.

30Bahagurutse i Hashimona, bajya gushinga ingando i Moseroti.

31Bahagurutse i Moseroti, bajya gushinga ingando i Bene- Yakani.

32Bahagurutse i Bene-Yakani, bajya gushinga ingando i Hori- Gidigadi.

33Bahagurutse i Hori-Gidigadi, bajya gushinga ingando i Yotivata.

34Bahagurutse i Yotivata, bajya gushinga ingando ahitwa Avirona.

35Bahagurutse Avirona, bajya gushinga ingando ahitwa Esiyoni- Geberi.

36Bahagurutse Esiyoni-Geberi, bajya gushinga ingando mu butayu bwa Sini ahitwa Kadeshi.

37Bahagurutse i Kadeshi, bajya gushinga ingando ku musozi wa Hori, ku rubibi rw'igihugu cya Edomu.

38Ku munsi wa mbere w'ukwezi kwa gatanu, Abayisraheli bamaze imyaka mirongo ine bimutse mu Misiri, umuherezabitambo Aroni nk'uko Uhoraho yari yabitegetse, aterera umusozi wa Hori arahapfira.

39Aroni yari amaze imyaka ijana na makumyabiri n'itatu ubwo yagwaga ku musozi wa Hori.

40Icyo gihe ni ho Aradi umwami w'Abakanahani wari utuye muri Negevu, yamenye ko Abayisraheli baje bamusatira.

41Bahagurutse ku musozi wa Hori, bajya gushinga ingando i Salumona.

42Bahagurutse i Salumona, bajya gushinga ingando i Punoni.

43Bahagurutse i Punoni bajya gushinga ingando ahitwa Ovoti.

44Bahagurutse Ovoti bajya gushinga ingando ahitwa Iye-Avarimu, ku rubibi rwa Mowabu.

45Bahagurutse Iye-Avarimu bajya gushinga ingando i Divoni-Gadi.

46Bahagurutse i Divoni-Gadi, bajya gushinga ingando ahitwa Alunoni-Divilatayima.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

47Bahagurutse Alunoni-Divilitayima, bajya gushinga ingando mu misozi ya Avarimu, aharebana na Nebo.

48Bahagurutse mu misozi ya Avarimu, bajya gushinga ingando mu bibaya bya Mowabu, ku nkombe ya Yorudani ahateganye na Yeriko.

49Ku nkombe ya Yorudani, bahashinga ingando zavaga i Beti-Heshimoti ahitwa AveliShitimu mu bibaya bya Mowabu.

### Uko Abayisraheli bazagabana Kanahani

50Uhoraho abwirira Musa mu bibaya bya Mowabu ku nkombe ya Yorudani ahateganye na Yeriko, ati

51«Dore ibyo uzabwira Abayisraheli: Nimumara kwambuka Yorudani mukajya muri Kanahani,

52muzirukane imbere yanyu abaturage bose bo muri icyo gihugu. Ari ibigirwamana babaje mu mabuye, ari amashusho bacuze mu byuma bashongesha, hamwe n'amasengero yabo y'ahirengeye, byose muzabisenye mubikureho.

53Icyo gihugu muzakigabize mugiture, kuko ari mwe ngihaye ngo mugitunge.

54Muzakigabanya imiryango yanyu mukoresheje ubufindo. Umuryango urimo abantu benshi uzahabwa umugabane munini, naho urimo bake na wo uhabwe umugabane muto. Buri muntu azahabwa umugabane w'aho ubufindo buzerekana, kandi muzagabane mukurikije imiryango yanyu yo kwa ba sokuru.

55Ariko nimutirukana abaturage bo muri icyo gihugu, abo muzareka muri bo, bazababera nk'uruhehe rubarya mu maso cyangwa amahwa abahanda mu mbavu. Icyo gihugu muzatura bazakibajujubyamo,

56ndetse n'ibyo nari natekereje gukorera abo ngabo ni mwebwe nzabigirira.»

## Ibarura 34

### Imbibi z'igihugu cya Kanahani

1Uhoraho abwira Musa, ati

2«Dore ibyo uzategeka Abayisraheli: Mugiye kwinjira muri Kanahani, icyo ni cyo gihugu mwahaweho umugabane; imbibi zacyo ziteye zitya.

3Mu majyepfo, urubibi rwanyu ruturuka mu butayu bwa Sinayi rugakurikira umupaka w'igihugu cya Edomu. Iburasirazuba, urubibi rwanyu ruva ku mpera y'inyanja y'Umunyu,

4rukigobya mu majyepfo y'umuzamuko w'Akarabimu, rugaca i Sini, maze rugahinguka i Kadeshi-Barineya. Rukongera rukerekeza i Hasari-Adari, rugaca ahitwa Asimoni,


© 2012, Bible Society of Rwanda.

5maze rukiheta rugana mu mugezi wa Misiri, aho ruhurira n'inyanja.

6Iburengerazuba ho, inyanja nini ni yo izababera urubibi. Urwo ni rwo rubibi rwanyu iburengerazuba.

7Mu majyaruguru, muzashinge imbago z'urubibi rwanyu muhereye ku Nyanja Nini, mugeze ku musozi wa Hori.

8Nimuhava, mukomeze i LeboHamati, n'i Sedadi,

9mugane i Zifironi, maze muhagararire i Hasari-Eyinani. Urwo ni rwo rubibi rwanyu rwo mu majyaruguru.

10Iburasirazuba, muzashinga imbago z'urubibi rwanyu guhera i Hasari-Eyinani kugera i Shefami,

11mumanuke kuri Rivila iburasirazuba bwa Ayini, maze mukomeze mugere ku misozi iri mu burasirazuba bw'Inyanja ya Kinereti,

12mwongere mugere kuri Yorudani, muze guhagararira ku Nyanja y'Umunyu. Icyo ni cyo gihugu cyanyu n'imbibi zacyo zigikikije.»

13Musa aha Abayisraheli amabwiriza, agira ati «Icyo ni cyo gihugu muzagabana mukoresheje ubufindo. Ni igihugu Uhoraho yategetse ko gihabwa imiryango icyenda hamwe n'igice kimwe cy'umuryango wa Manase.

14Koko rero, umuryango wa bene Gadi n'uwa bene Rubeni hamwe n'igice kimwe cy'umuryango wa Manase, bari bahawe umugabane wabo.

15Iyo miryango ibiri n'icyo gice cy'umuryango bahawe umugabane wabo hakurya ya Yorudani iburasirazuba, ahateganye na Yeriko.»

### Amazina y'abari bashinzwe kugabanya igihugu

16Uhoraho abwira Musa, ati

17«Dore amazina y'abazabagabanya igihugu: ni umuherezabitambo Eleyazari na Yozuwe mwene Nuni.

18Muri buri muryango kandi muzatoremo umuntu uzagabanya igihugu.

19Dore rero amazina y'abo bantu: mu muryango wa Yuda ni Kalebu mwene Yefune.

20Mu muryango wa bene Simewoni, ni Shemuyeli mwene Amihudi.

21Mu muryango wa Benyamini, ni Elidadi mwene Kisiloni.

22Mu muryango wa bene Dani, uwatowe ni Buki mwene Yogili.

23Kwa bene Yozefu, mu muryango wa bene Manase, uwatowe ni Haniyeli mwene Efodi;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

24mu muryango wa bene Efurayimu, uwatowe ni Kemuyeli mwene Shifutani.

25Mu muryango wa bene Zabuloni, uwatowe ni Elisafani mwene Parinaki.

26Mu muryango wa bene Isakari, uwatowe ni Palitiyeli mwene Azani.

27Mu muryango wa bene Asheri, uwatowe ni Ahihudi mwene Shelomi.

28Mu muryango wa bene Nefutali, uwatowe ni Pedaheli mwene Amihudi.»

29Abo ni bo bagabo Uhoraho yategetse gukwiza Abayisraheli imigabane mu gihugu
cya Kanahani.

## Ibarura 35

### Imigi yeguriwe Abalevi

1Uhoraho abwirira Musa mu bibaya bya Mowabu hafi ya Yorudani ahateganye na
Yeriko, ati

2«Tegeka Abayisraheli ko ku mugabane wabo, bahaho Abalevi imigi yo guturamo.
Muzabahe kandi n'imirima ikikije iyo migi.

3Iyo migi muzabaha bazayituramo, naho iyo mirima bazayishyiramo ibikoresho
byabo, banaragiremo amatungo yabo yose.

4Imirima ikikije iyo migi muzaha Abalevi, izaba ituruka ku rukuta rw'umugi, igere
mu mikono igihumbi impande zose.

5Muzaturuka inyuma y'umugi, mu ruhande rw'iburasirazuba mupime imikono
ibihumbi bibiri, mu majyepfo mupime ibihumbi bibiri, mu burengerazuba naho
mupime imikono ibihumbi bibiri. Ubwo umugi muzaba muwugoteye hagati. Iyo ni yo
mirima izaba ikikije imigi Abalevi bazahabwa.

6Mu migi izahabwa Abalevi, itandatu muri yo, izaba iy'ubugingo kugira ngo abicanyi
bajye bahahungira. Muzongeraho kandi n'indi migi mirongo ine n'ibiri;

7ni ukuvuga ko imigi izegurirwa Abalevi yose hamwe izaba mirongo ine n'umunani.
Buri mugi kandi, uzajyana n'imirima yawo.

8Muri iryo tanga ry'imigi y'Abayisraheli, umuryango ufite myinshi muzawake
myinshi, ufite mike muwake mike. Buri muryango uzaha Abalevi imigi, mu
kigereranyo cy'umugabane uzaba wegukanye.»

### Imigi y'ubuhungiro bw'abicanyi

9Uhoraho abwira Musa, ati

10«Dore ibyo uzabwira Abayisraheli. Uti 'Nimumara kwambuka Yorudani mujya mu
gihugu cya Kanahani,

11muzatoranye imigi izababera iy'ubuhungiro. Umuntu uzaba yishe undi atabigize

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nkana, azajya ahahungira.

12Iyo migi izababera ubuhungiro kugira ngo murokoke. Umwicanyi ntazicwe mbere yuko acirirwa urubanza imbere y'ikoraniro.

13Muri iyo migi itandatu y'ubuhungiro,

14itatu muzayitoranye hakurya ya Yorudani, naho yindi itatu muyitoranye mu gihugu cya Kanahani. Iyo migi izababera iy'ubuhungiro.

15Iyo migi itandatu izaba iy'ubuhungiro bw'Abayisraheli, n'abasuhuke babarimo, kimwe n'umushyitsi uzabagenderera. Umuntu wese uzica undi atabigize nkana, azajya ahahungira.

16Umuntu uzicisha icyitwa icyuma cyose, azaba abaye umwicanyi; na we agomba kwicwa.

17Uzica undi ari uko yamuteye ibuye, azaba ari umwicanyi; na we agomba kwicwa.

18N'uzica undi ari uko yamuteye umujugujugu; na we azagomba kwicwa.

19Ugomba guhora, ni we ubwe uziyicira uwo mwicanyi nibahura.

20Umuntu uzahutaza undi abigiranye urwango, akagira se icyo amutera abigiranye ubugome,

21cyangwa akamukubita abigiranye urwango, maze akamwica, uwo uzaba yakubise, na we azicwe, kuko ari umwicanyi. Ugomba guhora, ni we ubwe uziyicira uwo mwicanyi nibahura.

22Ariko hari ubwo yashobora kugira ibyago agahutaza undi nta rwango, akagira icyo amutera nta bugome,

23cyangwa akamuhamya ibuye rikamwica atamubonye. Niba yabigize nta rugomo, nta n'inabi amwifuriza,

24ikoraniro rizaca urubanza rikurikije aya mategeko, maze rikiranure uwishe n'ugomba guhora.

25Uwo azaba yishe, ikoraniro rizamukura mu maso y'ugomba guhora, maze rimusubize aho yari yaracikiye mu mugi w'ubuhungiro. Azawugumamo kugeza ku rupfu rw'umuherezabitambo mukuru wakoreweho umuhango wo gusigwa amavuta matagatifu.

26Ariko uwo mwicanyi nasohoka mu mugi w'ubuhungiro,

27maze ugomba guhora akamusanga hanze yawo akamwica, nta cyaha azaba akoze.

28Uwo mwicanyi rero azaguma mu mugi w'ubuhungiro bwe kugeza ku rupfu rw'umuherezabitambo mukuru. Niyumva ngo yapfuye, azabone gusubira mu isambu ye.


© 2012, Bible Society of Rwanda.

29Aho muzatura hose, iryo rizababere itegeko rigenga irangiza ry'imanza, uko ibisekuruza bizagenda bisimburana.

30Mu manza z'ubwicanyi zose, umwicanyi azicwe ari uko ashinjwa n'abagabo babiri nibura. Ntihazagire uwo mucira urubanza rwo gupfa ashinjwa n'umuntu umwe gusa.

31Ntimuzemere ikiguzi cyo gucungura ubuzima bw'umwicanyi ukwiye urupfu; ahubwo muzamwice.

32Ntimuzemere ikiguzi kugira ngo mumureke acikire mu mugi w'ubuhungiro, cyangwa ngo agaruke mu gihugu cy'iwabo umuherezabitambo mukuru atarapfa.

33Ntimuzanduze igihugu muzaba murimo; koko rero, amaraso ni ikintu cyanduza igihugu. Kandi nta we ushobora guhanagura amaraso yamenetse mu gihugu, adakoresheje ay'uwayakimennyemo.

34Ntuzanduze igihugu mutuyemo. Ndi Uhoraho, kandi ubwanjye ntuye mu Bayisraheli rwagati.»

## Ibarura 36

### Itegeko rigenga ishyingirwa ry'abakobwa barazwe ibya ba se

1Nuko abatware b'inzu ya bene Gilihadi, mwene Makiri umuhungu wa Manase, wo mu muryango wa bene Yozefu, baza imbere ya Musa n'imbere y'abatware b'imiryango ya Israheli, baravuga bati

2«Uhoraho yategetse databuja kugabanya Abayisraheli igihugu akoresheje ubufindo. Umunani w'umuvandimwe wacu Selofehadi, Uhoraho yategetse databuja ko uzahabwa abakobwa be.

3Nibaramuka rero barongowe n'umugabo wo mu wundi muryango w'Abayisraheli, umunani wabo uzavanwa ku uwo twahawe na ba data, maze wongerwe ku uwabo mu muryango bazashyingirwamo.

4Umwaka wa yubile nugera muri Israheli, umunani wabo uzakurwa burundu ku wa ba data, maze wongerwe ku uwo mu muryango bazashakamo.»

5Ku itegeko ry'Uhoraho, Musa aha Abayisraheli amabwiriza akurikira, agira ati «Abahungu bo mu muryango wa Yozefu baravuga ukuri.

6Dore rero itegeko ry'Uhoraho ku kibazo cyerekeye abakobwa ba Selofehadi. Bazashake umugabo bikundiye; apfa gusa kuba ari uwo mu muryango ufitanye isano na se ubabyara.

7Bityo buri Muyisraheli azagumana umunani wo mu nzu yo kwa se, hoye kugira umunani uva mu muryango ngo ujye mu wundi.

8Umukobwa wese uzaragwa umunani w'umwe mu miryango y'Abayisraheli,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ntashobora gushaka undi mugabo, uretse uwo mu nzu yo muri uwo muryango wo kwa se. Bityo, buri Muyisraheli wese azatunga umunani wo kwa se.

9Nta munani uzashobora kuva mu muryango ngo ujye mu wundi, ahubwo buri muryango w'Abayisraheli uzagumana umunani wawo.»

10Abakobwa ba Selofehadi rero bakurikiza ibyo Uhoraho yari yategetse Musa.

11Nuko Mahila, Tirisa, Hogila, Milika, Nowa, mbese abakobwa ba Selofehadi bose, bashyingirwa ku bahungu ba se wabo.

12Ni ukuvuga ko bashyingiwe rero ku bagabo bakomoka mu mazu ya bene Manase, umuhungu wa Yozefu. Bityo, umunani wabo uguma mu muryango w'inkomoko ya se ubabyara.

13Ayo ni yo mategeko n'amabwiriza Uhoraho yahaye Abayisraheli, yifashishije Musa. Yayatangiye mu bibaya bya Mowabu, ku nkombe ya Yorudani ahateganye na Yeriko.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Ivugururamategeko

## Ivugururamategeko 1

### IJAMBO MUSA YAVUZE UBWA MBERE

1Dore amagambo Musa yabwiriye Israheli yose hakurya ya Yorudani, mu butayu, muri Araba, ahateganye na Sufu, hagati ya Parani, Tofeli, Lavani, Haseroti na Di-Zahavu.

2Kuva kuri Horebu kugera i Kadeshi-Barineya unyuze ku musozi wa Seyiri, hari urugendo rw'iminsi cumi n'umwe.

3Ku munsi wa mbere w'ukwezi kwa cumi na kumwe k'umwaka wa mirongo ine kuva bimutse mu Misiri, Musa ageza ku Bayisraheli ibyo Uhoraho yari yamutegetse kubabwira byose.

4Ubwo yari amaze gutsinda Sihoni umwami w'Abahemori wari utuye i Heshiboni, no gutsindira ahitwa Edereyi Ogi umwami wa Bashani wari utuye ahitwa Ashitaroti.

5Nuko, bari hakurya ya Yorudani mu gihugu cya Mowabu, Musa aterura abasobanurira Amategeko ku buryo buteye butya:

#### Imana itegeka Israheli gushyira nzira

6Turi ku musozi wa Horebu, Uhoraho Imana yacu yaravuze ati «Mumaze igihe kirekire bihagije kuri uyu musozi;

7none nimuhaguruke, mujye mu misozi y'Abahemori no mu tutere twose tuhegereye, mukwire muri Araba, no ku Misozi, no mu Bisiza, no muri Negevu no ku nkombe y'Inyanja, mu gihugu cya Kanahani no muri Libani, kugera ku Ruzi runini rwa Efurati.

8Ngicyo igihugu mbagabiye. Nimukijyemo, kibe icyanyu; ni cyo Uhoraho yarahiye kuzaha abakurambere banyu Abrahamu, Izaki na Yakobo, kimwe n'abazabakomokaho.»

#### Musa ashyiraho abacamanza

9Icyo gihe narababwiye nti «Sinabasha kubatwara jyenyine!

10Uhoraho Imana yanyu yarabagwije, none dore muhwanyije ubwinshi n'inyenyeri zo mu kirere.

11Uhoraho Imana y'abakurambere banyu arabahe kororoka, murute incuro igihumbi uko mungana ubu ngubu, arabahe n'umugisha nk'uko yabibasezeranyije.

12Ubu se nabasha gutwara jyenyine intimba zanyu, intonganya n'imanza zanyu?

13Nimushake mu miryango yanyu abantu bitonda, b'abanyabwenge kandi b'inararibonye, maze mbagire abatware banyu.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14Namwe mwaranshubije muti «Ibyo utubwiye gukora ni byiza.»

15Ni bwo rero ntoranyije abakuru b'imiryango yanyu, abantu b'impuguke kandi b'inararibonye, maze mbagira abatware b'imiryango yanyu: bamwe bagatwara abantu igihumbi, abandi ijana, abandi mirongo itanu, abandi icumi; nongeraho n'abashinzwe kubahiriza amategeko.

16Icyo gihe nahaye abacamanza banyu amabwiriza ngira nti «Muzajye mwumva ibibazo by'abavandimwe banyu, mucire urubanza rw'intabera umuntu wese ufitanye akantu n'umuvandimwe we cyangwa n'umusuhuke ucumbitse iwe.

17Mu guca imanza ntimuzagire aho mubogamira, abaciye bugufi n'abakomeye mujye mubumva kimwe; ntimuzagire uwo mutinya, kuko ubucamanza ari ubw'Imana. Nihagira ikibazo kibagora cyane, muzakinshyikirize, nzagikemura.»

18Icyo gihe rero, mbaha amategeko ku byo mwagombaga gukora byose.

**Abayisraheli bigomeka mbere yo kwinjira mu gihugubasezeranyijwe**

19Hanyuma twahagurutse i Horebu, twambukiranya bwa butayu bugari kandi buteye ubwoba mwiboneye; dukurikira inzira igana mu misozi y'Abahemori, nk'uko Uhoraho Imana yacu yari yabidutegetse; nuko tugera i Kadeshi- Barineya.

20Ndababwira nti «Mugeze mu misozi y'Abahemori Uhoraho Imana yacu aduhaye.

21Dore Uhoraho Imana yawe akweguriye igihugu. Zamuka, ukigire icyawe nk'uko Uhoraho Imana y'abakurambere bawe yabigusezeranyije. Ntutinye, ngo ucike intege!»

22Icyo gihe mwese mwaranyegereye, murambwira muti «Reka dutume abatasi batubanzirize, badutatire icyo gihugu, batumenyeshe neza inzira tugomba kuzazamukiramo, n'imigi tuzageramo.»

23Ibyo narabishimye; maze ntoranya muri mwe abagabo cumi na babiri, umwe umwe muri buri muryango.

24Bashyira nzira, baterera iyo misozi. Bageze mu bikombe bya Eshikoli, barahatata.

25Basoroma ku mbuto z'icyo gihugu, bahindukiye baraziduha. Badutekerereza n'iby'aho, bagira bati «Igihugu Uhoraho Imana yacu aduhaye ni igihugu cyiza!»

26Nyamara mwe mwanga kukijyamo, musuzugura ijwi ry'Uhoraho Imana yanyu,

27mwitotombera mu mahema yanyu muvuga, ngo «Kuba Uhoraho atwanga ni cyo cyatumye atuvana mu gihugu cya Misiri! Ngo kwari ukugira ngo atugabize Abahemori maze baturimbure!

28Muti ese turazamuka tujya he? Bene wacu baduciye intege batubwira yuko abantu baho badusumbya kure igihagararo n'imbaraga, ko bafite imigi minini kandi ikomeye, izengurutswe n'inkuta z'amabuye zikabakaba ku ijuru; ndetse twabonyeyo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'Abanaki !»

29Narababwiye nti «Mwihinda umushyitsi ngo mubatinye!

30Uhoraho Imana yanyu ubagenda imbere azabarwanirira ubwe, nk'uko yabigenjeje mu Misiri mubyirebera,

31kandi nk'uko yabigenjeje no mu butayu. Ese nta bwo wiboneye uko Uhoraho Imana yawe yaguhetse nk'uko umuntu aheka umwana we, mu rugendo rwose mwakoze kurinda mugera ino?»

32Ibyo mwabirenzeho ntimwemera Uhoraho Imana yanyu,

33kandi ari we wabagendaga imbere akabashakira aho mushinga ingando: nijoro akagenda mu nkingi y'umuriro ngo abereke inzira mucamo, ku manywa akagenda mu gicu.

34Uhoraho yumvise amagambo mwavugaga, biramurakaza, bituma arahira ati

35«Ni ukuri, nta n'umwe muri aba bantu, nta n'umwe muri iyi nyoko mbi uzabona igihugu cyiza narahiriye kuzaha abakurambere banyu,

36keretse Kalebu mwene Yefune: uwo we azakibona, kandi we n'urubyaro rwe nzabaha ubutaka yakandagiyeho, kuko igihe cyose yakurikiye Uhoraho ubudahwema.»

37Nanjye mwatumye Uhoraho andakarira ; maze aravuga ati «Nawe ntuzinjiramo!

38Yozuwe mwene Nuni umufasha wawe, ni we uzinjiramo: uramutere ubugabo umukomeze, kuko ari we uzatuma Abayisraheli bigarurira icyo gihugu.

39Byongeye, abana banyu mwavugaga ko bazaba ingaruzwamuheto, abana banyu b'ibitambambuga bataramenya gutandukanya icyiza n'ikibi, bo bazakinjiramo. Ni bo nzagiha, ni bo bazagifata.

40Naho mwebwe nimuhindukire musubire mu butayu, mugende mwerekeza ku Nyanja y'Urufunzo.»

41Mwaranshubije muti «Twacumuriye Uhoraho! Noneho tugiye kuzamuka, turwane nk'uko Uhoraho Imana yacu yabidutegetse.» Ni bwo rero buri wese muri mwe afashe intwaro ze, mwibwira ko guterera ya misozi byoroshye.

42Ubwo Uhoraho yarantumye ati «Babwire uti 'Ntimuzamuke kandi ntimurwane, kuko tutari kumwe! Nimusigeho, hato mutaneshwa n'abanzi banyu!'»

43Ibyo narabibabwiye, ariko ntimwumva, musuzugura ijwi ry'Uhoraho; maze kubera kwiyemera, mwiha guterera iyo misozi.

44Ni bwo Abahemori batuye iyo misozi babasanganije intwaro, babomaho nk'irumbo ry'inzuki; maze barabacocagura, kuva i Seyiri kugera i Horima.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

45Mugarutse, mujya kuririra imbere y'Uhoraho; nyamara Uhoraho ntiyabitaho ngo abatege amatwi.

46Nuko muguma i Kadeshi igihe kirekire, gihwanye n'icyo mwari mwarahamaze mbere.

## Ivugururamategeko 2

1Nyuma twarahindukiye tujya mu butayu, twerekeza ku nyanja y'Urufunzo nk'uko Uhoraho yari yabimbwiye; tuzenguruka umusozi wa Seyiri, bimara igihe kirekire.

### Abayisraheli banyura mu bihugu bya Edomu, na Mowabu, naHamoni

2Hanyuma Uhoraho yarambwiye ati

3«Hashize igihe kirekire muzenguruka uyu musozi, none nimuhindukire mugane mu majyaruguru!

4Ati ha rubanda aya mabwiriza, uti dore mugiye kunyura ku butaka bwa bene wanyu, bene Ezawu batuye muri Seyiri. Bo bazabatinya, ariko rero namwe muzirinde,

5ntimuzabarwanye; nta cyo nzabaha ku gihugu cyabo, habe n'ahangana n'aho umuntu yakandagiza ikirenge, kuko umusozi wa Seyiri naweguriye Ezawu.

6Ibiryo muzarya muzabigure na bo, mubishyure amafeza; ndetse n'amazi yo kunywa, muzemere muyagure na bo mubishyure feza.

7Kuko Uhoraho Imana yawe yaguhereye umugisha mu byo uzakora byose, yitaye ku rugendo wakoreye muri ubu butayu bugari; dore imyaka ibaye mirongo ine Uhoraho Imana yawe ari kumwe nawe, kandi nta cyo wigeze ubura.»

8Nuko rero tunyura kure ya bene wacu, bene Ezawu batuye muri Seyiri, dukurikira inzira ica muri Araba iturutse mu karere ka Eliyati na Esiyoni-Geberi. Turakimirana, twerekeza mu butayu bwa Mowabu.

9Maze Uhoraho arambwira ati «Uramenye ntugirire Mowabu urugomo, ntubarwanye, kuko nta cyo nzaguha ku gihugu cyabo: bene Loti ni bo nahaye umugi wa Ari ngo habe ubukonde bwabo.»

10– Kera hari hatuye Abahemi, bakaba abantu b'ibihangange, benshi, kandi barebare cyane nk'Abanaki.

11Kimwe n'Abanaki, babarirwaga mu Barefayimu, ariko Abamowabu bakabita Abahemi.

12No muri Seyiri kera hari hatuye Abahori, maze bene Ezawu barabasahura, barabamenesha, bityo barahiturira, nk'uko Abayisraheli babigenjeje mu gihugu Uhoraho yabahayeho ubukonde. –

13Uhoraho ati «Nimugende, mwambuke umugezi wa Zeredi.» Nuko twambuka


© 2012, Bible Society of Rwanda.

umubande wa Zeredi.

14Urugendo twakoze kuva i Kadeshi-Barineya kugeza ubwo twambutse umugezi wa Zeredi rwamaze imyaka mirongo itatu n'umunani – kugeza ubwo nyine abaturwaniriraga bose icyo gihe basaza bagashira, nk'uko Uhoraho yari yarabirahiye;

15ndetse n'ukuboko k'Uhoraho kwarabashikamiye, kugira ngo bagabanuke mu ngando zacu, barinda bashira.

16Urupfu rero rumaze gutsemba muri rubanda abari abatabazi bose icyo gihe,

17Uhoraho arambwira ati

18«Uyu munsi wambukiranye igihugu cya Mowabu, unyuze mu mugi wa Ari.

19Nugera ahateganye na bene Hamoni, uramenye ntubagirire urugomo ngo ubarwanye, kuko nta cyo nzaguha ku gihugu cya bene Hamoni, kubera ko nacyeguriye bene Loti.

20– Icyo gihugu cyitirirwaga kandi Abarefayimu, kuko Abarefayimu bari bagituye mbere, Abahamoni bakabita Abazamuzimi:

21bari abantu b'ibihangange, benshi kandi barebare cyane, mbese nk'Abanaki! Ariko Uhoraho yarabarimbuye ngo babise Abahamoni; nuko barabanyaga, barabazungura.

22Ni na ko Uhoraho yari yaragiriye bene Ezawu batuye muri Seyiri arimbura Abahori ngo bababise; nuko barabanyaga, barabazungura, kugeza na n'ubu.

23Byongeye kandi, Abakafutori baturutse i Kafutori, barimbuye Abahawi bari batuye mu nsisiro za Gaza, maze barabazungura —.

### Israheli yigarurira ingoma ya Sihoni

24Nuko Uhoraho ati «Nimuhaguruke mugende, mwambuke umugezi wa Arunoni! Dore nkurekuriye Sihoni Umuhemori, umwami wa Heshiboni, hamwe n'igihugu cye. Tangira ucyigarurire, umutere murwane.

25Uyu munsi, ndatangira gukangaranya amahanga yose atuye mu nsi y'ijuru, kugira ngo agutinye; abazumva bakuvuga, bazahinda umushyitsi, badagadwe imbere yawe.»

26Nuko igihe turi mu butayu bwa Kedemoti, ni bwo nohereje intumwa kwa Sihoni umwami wa Heshiboni, mubwira aya magambo y'amahoro, nti

27«Ndeka nyure mu gihugu cyawe! Nzaca mu nzira nyabagendwa, sinzagana iburyo cyangwa ibumoso;

28ibiryo bizantunga n'amazi nzanywa, uzabingurishe ku giciro cya feza; undeke gusa nitambukire ku maguru,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[29]nk'uko bene Ezawu batuye muri Seyiri na bene Mowabu batuye umugi wa Ari bangenjereje, kugeza igihe nzambukira Yorudani nkagera mu gihugu Uhoraho Imana yacu yaduhaye.»

[30]Nyamara Sihoni umwami wa Heshiboni ntiyemera ko tunyura mu gihugu cye, kuko Uhoraho Imana yawe yari yateye umutima we kunangira, ntunabashe gutekereza, kugira ngo uwo munsi amukurekurire.

[31]Nuko Uhoraho arambwira ati «Dore nabanje kukurekurira Sihoni hamwe n'igihugu cye; ngaho tangira ucyigarurire.»

[32]Sihoni hamwe n'ingabo ze zose badusanganirira i Yahasa, kugira ngo baturwanye.

[33]Nuko Uhoraho Imana yacu aramuturekurira, tumwicana n'abahungu be, kimwe n'ingabo ze zose.

[34]Icyo gihe dufata imigi ye yose, maze buri mugi tuwutura Imana tuwurimbura: ari abagabo, ari abagore, ari abana, ntitwasiga n'uwakirazira;

[35]keretse amatungo yonyine, ni yo twajyananye n'ibyo twasahuye mu migi twari twafashe.

[36]Uhereye kuri Aroweri yubatse ku musozi uri hejuru y'umugezi wa Arunoni, ugahera no ku mugi wubatse mu mubande waho, ukagera i Gilihadi, nta mugi n'umwe watunaniye: Uhoraho Imana yacu yari yatweguriye byose.

[37]Igihugu cya bene Hamoni ni cyo gusa tutegereye: aho ni inkengero zose z'umugezi wa Yaboki n'imigi yo mu bisozi n'ahandi hantu hose Uhoraho Imana yacu yari yaratubujije.

## Ivugururamategeko 3

### Israheli yigarurira ingoma ya Ogi

[1]Hanyuma twarahindukiye, tuzamukira mu nzira igana i Bashani, ariko Ogi umwami wa Bashani hamwe n'ingabo ze zose badutegera ahitwa Edereyi kugira ngo baturwanye.

[2]Uhoraho rero arambwira ati «Ntutinye, kuko namukurekuriye, we n'ingabo ze zose n'igihugu cye cyose; uzamugire uko wagize Sihoni umwami w'Abahemori wari utuye i Heshiboni.»

[3]Nuko Uhoraho Imana yacu aturekurira Ogi umwami wa Bashani n'ingabo ze zose, turabatsemba ntihasigara n'umwe.

[4]Icyo gihe dufata imigi ye yose, ntitwasigaza urusisiro na rumwe. Twafashe akarere kose ka Arugobu ho muri Bashani katwarwaga na Ogi, kari kagizwe n'imigi mirongo itandatu;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5yose yari ikomeye cyane, ikikijwe n'inkuta ndende, ikagira n'imiryango ikingishijwe
inzugi z'ibyuma, tutiriwe tuvuga insisiro nyinshi cyane zo mu byaro.

6Nuko tuyitura Uhoraho tuyirimbura, nk'uko twari twabigiriye Sihoni umwami wa
Heshiboni; buri mugi turawutsemba: ari abagabo, ari abagore, ari abana.

7Ariko amatungo yose hamwe n'ibyo twasahuye muri iyo migi, tubijyanaho
iminyago.

### Israheli yigabagabanya igihugu cya Gilihadi

8Icyo gihe rero, abo bami bombi b'Abahemori tubambura ibihugu byabo biri hakurya
ya Yorudani, uhereye ku mugezi wa Arunoni ukagera ku musozi wa Herimoni.

9Uwo musozi wa Herimoni, abaturage ba Sidoni bawita Siriyoni, naho Abahemori bo
bakawita Seniri –.

10Twari twafashe imigi yose yo ku Murambi, dufata Gilihadi yose, kugera i Salika na
Edereyi, imigi yo mu gihugu cya Bashani, cyatwarwaga n'umwami Ogi.

11– Ogi rero, umwami wa Bashani, ni we wenyine wari usigaye mu bakomoka ku
Barefayimu; ndetse n'igitanda cye gikozwe mu cyuma si cyo kiri i Raba y'Abahamoni?
Gifite uburebure bw'imikono cyenda, n'ubugari bw'imikono ine, dukurikije imikono
isanzwe –.

12Nuko icyo gihugu rero turakigarurira. Bene Rubeni na bene Gadi nabahaye igice
kimwe cy'imisozi ya Gilihadi hamwe n'imigi yaho, uhereye ku mugi w'Aroweri
wubatse hejuru y'umubande wa Arunoni.

13Igice gisigaye cya Gilihadi hamwe na Bashani yose, ari yo gihugu cy'umwami Ogi,
mbigabira igice kimwe cya kabiri cy'umuryango wa Manase. Akarere kose ka
Arugobu hamwe na Bashani yose ni byo byitwaga igihugu cy'Abarefayimu.

14Yayiri mwene Manase yigarurira Arugobu yose, ageza ku gihugu cy'Abageshuri
n'icy'Abamahaka; nuko yiyitirira utwo turere twa Bashani, ku buryo n'ubu hakitwa
«Insisiro za Yayiri».

15Makiri, we namuhaye Gilihadi.

16Bene Rubeni na bene Gadi mbaha akarere gahera kuri Gilihadi kakagera ku mugezi
wa Arunoni, uwo mugezi ukaba ari wo uba urubibi; bakagarurwa kandi n'umugezi
wa Yaboki, ubagabanya na bene Hamoni.

17Kandi mbaha Araba – Yorudani iba urugabano – kuva kuri Kinereti kugera ku
nyanja ya Araba, ari yo Nyanja y'Umunyu iri mu nsi y'ibisi bya Pisiga, ahagana
iburasirazuba.

18Icyo gihe mbaha aya mabwiriza nti «Ni Uhoraho Imana yanyu wabeguriye iki
gihugu. Nti intwari mwese, muzafate intwaro zanyu, mujye imbere y'Abayisraheli

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bene wanyu, mwambuke Yorudani.

19Naho abagore banyu, n'abana banyu n'amatungo yanyu byonyine – kandi nzi ko mufite amatungo menshi – bizagume mu migi nabahaye,

20kuzageza igihe Uhoraho azaha bene wanyu kuruhuka nk'uko namwe yabibahaye, na bo batunge igihugu Uhoraho Imana yanyu abahaye hakurya ya Yorudani; hanyuma muzabone ubugaruka, buri muntu ajye mu bukonde bwe namukebeye.»

21Icyo gihe Yozuwe na we muha aya mabwiriza, nti «Wiboneye n'amaso yawe ibintu byose Uhoraho Imana yanyu yagiriye ba bami bombi; uko ni ko Uhoraho azagirira ibihugu byose ugiye gusanga hakurya.

22Ntimubatinye, kuko Uhoraho Imana yanyu ari we ubwe ubarwanirira.»

### Musa ntazashobora kwinjira muri Kanahani

23Nuko ninginga Uhoraho nti

24«Uhoraho Mana, watangiye kwereka umugaragu wawe ubuhangange bwawe n'ububasha bw'ukuboko kwawe. Ese mu ijuru cyangwa ku isi hari indi mana muhwanya ibikorwa n'ububasha?

25Undeke nambuke ngere hakurya, maze ndebe igihugu cyiza kiri hakurya ya Yorudani, ndebe iriya misozi myiza, ndebe na Libani!»

26Ariko kubera mwe, Uhoraho yarandakariye, ntiyanyumva. Uhoraho yarambwiye ati «Uherukire aho! Ntiwongere kugira icyo umbwira kuri ibyo!

27Zamuka ujye mu mpinga ya Pisiga, uterere amaso iburengerazuba no mu majyaruguru, mu majyepfo no mu burasirazuba; uhitegereze neza, kuko utazambuka Yorudani iyi ngiyi!

28Ha Yozuwe amabwiriza yawe, umutere ubugabo umukomeze, kuko ari we uzagenda imbere y'iyi mbaga akambuka Yorudani, akaba ari we uzatuma bakukana kiriya gihugu ureba.»

29Nuko tuguma mu kibaya giteganye na Beti-Pewori.

## Ivugururamategeko 4

### Ni ngombwa gukurikiza amategeko y'Imana

1None rero, Israheli, umva amategeko n'imigenzo mbigisha ubwanjye gukurikiza, maze muzabone kubaho no kwinjira mu gihugu Uhoraho Imana y'abasokuruza banyu abahaye ngo mucyigarurire.

2Ntimuzagire icyo mwongera ku magambo y'amategeko mbahaye, ntimuzagire n'icyo mugabanyaho, kugira ngo mukomeze amategeko y'Uhoraho Imana yanyu mbashyikirije.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Mwiboneye n'amaso yanyu ibyo Uhoraho yakoreye i Behali-Pewori: abari
bayobotse bose Behali y'i Pewori, Uhoraho yabatsembye muri mwe rwagati,

4nyamara mwebwe abayoboke b'Uhoraho Imana yanyu muracyariho mwese na
n'ubu.

5Dore mbigishije amategeko n'imigenzo, nk'uko Uhoraho Imana yanjye yabintegetse,
kugira ngo muzabikurikize mu gihugu mugiye kwinjiramo ngo mucyigarurire.

6Muzayakomereho, muyakurikize; ni cyo kizatuma muba abanyabwenge mu maso
y'amahanga. Abazabwirwa iby'aya mategeko yose, bazavuga bati «Ntakabuza, iri
hanga rikomeye ritya rigomba kuba ari iry'abantu b'abanyabwenge kandi
b'impuguke!»

7Koko se, hari irindi hanga rikomeye ryagira imana ziriba hafi nk'uko Uhoraho Imana
yacu abigenza igihe cyose tumutabaje?

8Ni irihe hanga rikomeye ryagira amategeko n'imigenzo biboneye nk'iri Tegeko
mbagejejeho uyu munsi?

9Icyakora uririnde, umenye ntuzibagirwe ibintu wiboneye n'amaso yawe. Mu buzima
bwawe bwose ntibizigere bikuva ku mutima; ahubwo uzabyigishe abana bawe
n'abuzukuru bawe.

### Uhoraho yimenyekanisha ku musozi wa Horebu

10Wari uhagaze ubwawe imbere y'Uhoraho Imana yawe kuri Horebu, igihe Uhoraho
ambwira ati «Koranyiriza rubanda hafi yanjye, mbumvishe amagambo yanjye, kugira
ngo bige kuntinya iminsi yose bazabaho ku isi, no kugira ngo bazabyigishe abana
babo.»

11Uwo munsi mwigiye hafi, muhagarara mu nsi y'umusozi wakaga umuriro, indimi
zawo zitumbagira mu kirere, mu mwijima w'ibicu n'uw'ijoro ribuditse.

12Uhoraho rero abavugisha ari muri uwo muriro rwagati: ijwi ryaravugaga
mukaryumva, ariko ntimugire ishusho mubona, mwumvaga ijwi gusa.

13Ni bwo abatangarije Isezerano rye, rigizwe na ya Mategeko cumi yabahaye ngo
muyakurikize, akayandika ku bimanyu bibiri by'amabuye.

14Maze nanjye Uhoraho antegeka kubigisha amategeko n'imigenzo bye, kugira ngo
muzabikurikize mu gihugu mugiye kwinjiramo ngo mukigarurire.

### «Mwirinde ibigirwamana»

15Mwimenye, mwebwe ubwanyu: nta shusho mwigeze mubona cya gihe Uhoraho
yabavugishirije kuri Horebu, ari mu muriro rwagati.

16Muramenye ntimuzandavure mwiremera ikigirwamana, gikozwe mu ishusho iryo
ari ryo ryose: ryaba iry'umugabo cyangwa iry'umugore,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17 ryaba iry'inyamaswa igendera ku butaka cyangwa iry'igisiga kiguruka mu kirere,

18 ryaba iry'igisimba gikururuka hasi, cyangwa se iry'ifi iba mu mazi akikije isi.

19 Uramenye ntuzararame ureba ku ijuru, ngo witegereze izuba, ukwezi cyangwa inyenyeri, n'ibindi byose bitatse ijuru, maze ngo utwarwe, ubipfukamire ubiramya. Koko rero, ibyo ni ibintu Uhoraho Imana yawe yahaye abantu bose bari mu nsi y'ijuru;

20 ariko mwebwe Uhoraho yarabafashe, abakura mu itanura rishongesha ubutare ari ryo Misiri, kugira ngo mumubere umuryango, ubukonde bwe, nk'uko mumeze ubu ngubu.

21 Hanyuma Uhoraho yarandakariye kubera mwebwe, arahira ko ntazambuka Yorudani, ngo nanjye ngere mu gihugu cyiza Uhoraho Imana yawe aguhayeho umunani.

22 None dore ngiye gupfira muri iki gihugu, ndashoboye kwambuka Yorudani; nyamara mwebwe muzayambuka, mwitungire icyo gihugu cyiza.

23 Muramenye rero ntimuzibagirwe Isezerano Uhoraho Imana yanyu yagiranye namwe, ngo mwiremere ikigirwamana gikozwe mu ishusho ry'ikintu icyo ari cyo cyose Uhoraho Imana yawe yakubujije.

24 Koko rero, Uhoraho Imana yawe ni nk'umuriro utsemba; ni Imana ifuha.

25 Numara kugira abana n'abuzukuru, mumaze kuba imbaga irambye muri icyo gihugu, maze mukandavura mwiremera ikigirwamana gikozwe mu kintu icyo ari cyo cyose, mugakora ibibi imbere y'Uhoraho Imana yawe, mukayirakaza,

26 uyu munsi ntanze ijuru n'isi ho abagabo: muzahita murimbuka, mushire mu gihugu mugiye kwegurirwa mumaze kwambuka Yorudani; ntimuzakirambamo, kuko muzarimbukira gushira.

27 Uhoraho azabatatanyiriza mu bindi bihugu , musigare muri bake cyane hagati y'amahanga, aho Uhoraho azaba yabimuriye bunyago.

28 Nimugerayo, muzasenga imana zakozwe n'ibiganza by'abantu: mu biti, mu mabuye, zitabasha kubona no kumva, kurya no guhumurirwa.

29 Ubwo rero uzashakashakire iyo ngiyo Uhoraho Imana yawe; uzamubona kandi numushakashakisha umutima wawe wose, n'amagara yawe yose.

30 Mu minsi izaza rero, nugera mu kaga, ibyo byose bikakubaho, uzagarukira Uhoraho Imana yawe, maze wumve ijwi rye.

31 Kuko Uhoraho Imana yawe ari Imana igira impuhwe: ntazagutererana, ntazakurimbura buhere, ntazibagirwa Isezerano yagiriye abasokuruza bawe ageretseho indahiro.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Itorwa rya Israheli

32 Ngaho baza ibihe byakubanjirije, uhereye ku munsi Imana yaremeyeho abantu ku isi, ubaririze kandi uhereye ku mpera y'isi ukagera ku yindi: Hari ikintu gikomeye nk'iki kigeze kubaho? Hari uwigeze yumva ibintu nk'ibi?

33 Hari undi muryango w'abantu wigeze wumva nkawe ijwi ry'Imana rivugira mu muriro rwagati, maze bagakomeza kubaho?

34 Cyangwa se hari indi mana yigeze igerageza kwikurira ihanga hagati y'irindi ikoresheje ibyago, ibimenyetso n'ibitangaza bikaze? Ikabigirisha kandi imirwano, n'imbaraga n'umurego by'ukuboko kwayo, n'imidugararo ikanganye, nk'uko Uhoraho Imana yanyu yabibagenjereje mu Misiri, mubyibonera n'amaso yanyu?

35 Woweho warabyeretswe, kugira ngo umenyereho ko Uhoraho ari we Mana, ko nta yindi Mana ibaho uretse we.

36 Yaguhaye kumva ijwi rye riturutse mu ijuru kugira ngo akwigishe; ku isi ahakwerekera umuriro we w'inkongi, maze muri uwo muriro rwagati wumva haturutsemo amagambo ye.

37 Kubera ko yakunze abasokuruza bawe, yitoreye nyuma yabo urubyaro rwabo, maze akwikurira ubwe mu Misiri, akoresha imbaraga ze nyinshi

38 kugira ngo yirukane imbere yawe amahanga akuruta ubwinshi kandi akurusha amaboko, maze akwinjize mu gihugu cyabo, akiguheho umunani, ari byo bibaye none.

39 Uyu munsi rero ubimenye kandi ujye ubizirikana mu mutima wawe: Uhoraho ni we Mana mu ijuru no ku isi, nta yindi ibaho.

40 Urajye ukurikiza amategeko n'amabwiriza ye nkugejejeho uyu munsi kugira ngo uzabone ubugira ihirwe, wowe n'abana bazagukomokaho, maze uzarambe ingoma ibihumbi mu gihugu Uhoraho Imana yawe aguhaye.

## Imigi itatu y'ubuhungiro

41 Nuko rero Musa arobanura imigi itatu hakurya ya Yorudani, mu ruhande rw'iburasirazuba,

42 kugira ngo ibe ubuhungiro bw'umuntu wese wishe mugenzi we atabishaka, atabitewe n'uko yari asanzwe amwanga na mbere hose. Bene uwo mwishi nahungira muri umwe muri iyo migi, bazamureke akomeze kubaho.

43 Iyo migi ni iyi: umwe ni Beseri uri mu butayu mu gihugu cy'Imirambi, ukaba uwa bene Rubeni; undi ni Ramoti ho muri Gilihadi, ukaba uwa bene Gadi; uwa gatatu ni Golani ho muri Bashani, ukaba uwa bene Manase.

44 Ngayo amategeko Musa yashyikirije Abayisraheli.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

45 Dore amateka, amategeko n'imigenzo Musa yatangarije Abayisraheli ubwo bimukaga mu Misiri,

46 igihe bari bageze hakurya ya Yorudani mu kibaya giteganye na Beti-Pewori, mu gihugu cya Sihoni umwami w'Abahemori wari utuye i Heshiboni. Musa n'Abayisraheli bari bamutsinze ubwo bimukaga bava mu Misiri,

47 bigarurira igihugu cye hamwe n'icya Ogi umwami wa Bashani. Abo bami bombi b'Abahemori bari batuye hakurya ya Yorudani, mu ruhande rw'iburasirazuba.

48 Nuko Abayisraheli bigarurira ibihugu byabo, guhera ku mugi w'Aroweri wubatse ku nkombe y'umugezi w'Arunoni, kugeza ku musozi wa Siyoni ari na yo Herimoni,

49 hamwe n'Araba yose hakurya ya Yorudani mu ruhande rw'iburasirazuba, bikageza ku Nyanja y'Araba iri mu nsi y'ibisi bya Pisiga.

## Ivugururamategeko 5

### Amategeko cumi y'Imana

1 Musa ahamagaza Israheli yose, maze arayibwira ati «Israheli, tega amatwi, wumve amategeko n'amabwiriza nkubwira uyu munsi; muzayige muyafate, kandi mwihatire kuyakurikiza.

2 Uhoraho Imana yacu yagiranye natwe Isezerano kuri Horebu.

3 Si abasokuruza bacu bagiranye n'Uhoraho iryo Sezerano, ahubwo ni twebwe ubwacu abari hano, twe tukiriho ubu ngubu.

4 Uhoraho yivuganiye namwe ubwanyu kuri uwo musozi, ari hagati y'umuriro waka;

5 naho jye icyo gihe nkaba nari mpagaze hagati yanyu n'Uhoraho, kugira ngo mbagezeho ijambo ry'Uhoraho, kuko mwatinyaga umuriro, ntimuzamuke uwo musozi. Yaravuze ati

6 «Ni jyewe Uhoraho Imana yawe, wagukuye mu gihugu cya Misiri, mu nzu y'ubucakara.

7 Nta mana zindi uzagira kereka jyewe.

8 Ntuzikorere ishusho ry'iribazanyo cyangwa se ikindi kibonetse cyose, cyaba gisa n'ibiri hejuru mu kirere cyangwa n'ibiri hasi ku isi, cyangwa n'ibiri mu mazi akikije isi.

9 Ntuzapfukame imbere y'ibyo bigirwamana, kandi ntuzabiyoboke, kuko Imana yawe ari jyewe Uhoraho, nkaba Imana ifuha, ihanira icyaha cy'ababyeyi mu bana babo, kugeza mu gisekuru cya gatatu no mu cya kane cy'abanyanga.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Nyamara abankunda bagakurikiza amategeko yanjye, mbagaragariza ubudahemuka bwanjye ingoma ibihumbi.

11Ntuzavuge izina ry'Uhoraho Imana yawe mu bintu by'amanjwe, kuko Uhoraho atazareka guhana uzaba yavuze izina rye mu bintu by'amanjwe.

12Urajye wubahiriza umunsi w'isabato, uwegurire Imana, nk'uko Uhoraho Imana yawe yabigutegetse.

13Uzakore imirimo yawe yose mu minsi itandatu,

14naho uwa karindwi ni isabato y'Uhoraho Imana yawe. Ntuzagire umurimo n'umwe ukora: ari wowe, ari umuhungu wawe, ari umukobwa wawe, ari umugaragu wawe, ari umuja wawe, ari ikimasa cyawe, ari indogobe yawe, ari irindi tungo ryawe iryo ari ryo ryose, ari n'umusuhuke waje iwanyu, kugira ngo umugaragu wawe n'umuja wawe na bo baruhuke nkawe.

15Ujye wibuka ko wari umucakara mu gihugu cya Misiri, maze Uhoraho Imana yawe akagukuzayo imbaraga n'umurego by'ukuboko kwe: ngicyo igituma Uhoraho Imana yawe yagutegetse kubahiriza umunsi w'isabato.

16Wubahe so na nyoko nk'uko Uhoraho Imana yabigutegetse, kugira ngo iminsi yawe izarambe, kandi uzanezerwe mu gihugu Uhoraho Imana yawe aguhaye.

17Ntuzice umuntu.

18Ntuzasambane.

19Ntuzatware umuntu ngo umugire uwawe ku ngufu.

20Ntuzavuge ibinyoma ubeshyera mugenzi wawe.

21Ntuzararikire umugore wa mugenzi wawe. Ntuzararikire inzu ya mugenzi wawe cyangwa imirima ye, cyangwa umugaragu we cyangwa umuja we, cyangwa inka ye, cyangwa indogobe ye, mbese ikintu cya mugenzi wawe icyo ari cyo cyose.

22Aya magambo, Uhoraho yayabwiriye ikoraniro ryanyu ryose kuri wa musozi, ari hagati y'umuriro waka, mu rwokotsi n'ijoro ribuditse; ayavugisha ijwi rirenga, kandi ntiyagira ikindi yongeraho; ayandika ku bimanyu bibiri by'amabuye, maze arabimpa.

### Musa, intumwa y'Imana

23Nuko mwumvise ijwi riturutse mu mwijima rwagati, mu kibatsi cy'umuriro gitwikiriye umusozi, abatware banyu bose b'amazu n'abakuru banyu b'imiryango baranyegera,

24maze bambwira mu izina ryanyu bati «Dore Uhoraho Imana yacu yatweretse ikuzo rye n'ubuhangange bwe, kandi twumvise ijwi rye avugira mu muriro rwagati; uyu munsi twiboneye ko Imana ishobora kuvugisha umuntu kandi ikamureka akabaho!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

25 None rero kuki twagomba gupfa dukongowe n’uyu muriro mwinshi? Nidukomeza kumva ijwi ry’Uhoraho Imana yacu, turapfa.

26 Hari umuntu wigeze kumva nkatwe ijwi ry’Imana nzima rivugira mu muriro rwagati maze akagumya kubaho?

27 Reka abe ari wowe wigira hafi kugira ngo wumve amagambo yose y’Uhoraho Imana yacu, maze udusubiriremo ibyo Uhoraho Imana yacu azaba yakubwiye byose; twebwe tuzabyumva, tubikurikize.»

28 Uhoraho yumva amagambo yose mwambwiraga; maze Uhoraho arambwira ati «Numvise amagambo yose iriya mbaga yakubwiye: ati bagize neza kuba babivuze.

29 Gusa iyaba bakomezaga kuntinya, bakanubahiriza amategeko yanjye yose iminsi yose, maze bo n’urubyaro rwabo bakazahirwa ingoma ibihumbi!

30 Genda ubabwire uti ’Nimusubire ku mahema yanyu!’

31 Naho wowe, ugume hano hamwe nanjye; ngiye kukubwira amategeko yose, amabwiriza n’imigenzo uzabigisha, kugira ngo bazabikurikize mu gihugu mbahaye ngo bakigarurire.»

32 Murajye rero mwihatira kugenza nk’uko Uhoraho Imana yanyu yabategetse, nta kuyobera iburyo cyangwa ibumoso.

33 Murajye muhora mugenda mu nzira Uhoraho Imana yanyu yababwirije, kugira ngo muzakomeze kubaho, muzahirwe kandi murambe mu gihugu mugiye kwigarurira.

## Ivugururamategeko 6

### «Urakunde Uhoraho Imana yawe»

1 Ngaya amategeko, amabwiriza n’imigenzo Uhoraho Imana yanyu yantegetse kubigisha, ngo muzajye mubikurikiza mu gihugu mugiye kujyamo ngo mukigarurire;

2 bityo utinye Uhoraho Imana yawe, ari wowe, ari umwana wawe, ari n’umwuzukuru wawe, ubigire wubahiriza igihe cyose amategeko n’amabwiriza nguhaye, kugira ngo uzabone kuramba.

3 Israheli, tega amatwi kandi uzihatire kubikurikiza, bityo uzagira amahirwe kandi ni bwo muzagwira mube benshi cyane mu gihugu gitemba amata n’ubuki, nk’uko Uhoraho Imana y’abasokuruza bawe yabigusezeranyije.

4 Israheli, tega amatwi! Uhoraho Imana yacu ni we Nyagasani wenyine.

5 Urakunde Uhoraho Imana yawe n’umutima wawe wose, n’amagara yawe yose, n’imbaraga zawe zose.

6 Amategeko nguhaye uyu munsi araguhore ku mutima.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[7]Uzayatoze abana bawe; uzayababwire igihe wicaye iwawe n'igihe ugenda mu nzira, igihe uryamye n'igihe ubyutse.

[8]Uzayagire ikimenyetso kidasibangana mu kiganza cyawe, uyatamirize mu ruhanga hagati y'amaso yawe.

[9]Uzayandike ku nkomanizo z'umuryango w'inzu yawe no ku marembo y'umugi wawe.

### Israheli ntigomba kwibagirwa Imana yayo

[10]Uhoraho Imana yawe namara kukwinjiza mu gihugu yarahiriye abasokuruza bawe, Abrahamu, na Izaki na Yakobo ko azakiguha, uzahasanga imigi minini kandi myiza utubatse,

[11]amazu yuzuye ubwoko bwose bw'ibintu byiza utahunitsemo, amariba ahora yuzuye utafukuye, imizabibu n'imizeti utateye;

[12]numara rero kurya ugahaga, uzirinde rwose kwibagirwa Uhoraho wagukuye mu gihugu cya Misiri, mu nzu y'ubucakara.

[13]Uzatinye Uhoraho Imana yawe, abe ari we uyoboka, izina rye abe ari ryo urahira.

[14]Ntimuzohoke ku zindi mana mu zo muzasangana amahanga abakikije,

[15]kuko Uhoraho Imana yawe mubana ari Imana ifuha. Uritonde, uburakari bw'Uhoraho Imana yawe butazakugurumaniraho, maze akakurimbura ku isi.

[16]Ntimuzagerageze Uhoraho Imana yanyu, nk'uko mwabikoreye i Massa.

[17]Muzahore mukurikiza amategeko, amateka n'amabwiriza by'Uhoraho Imana yanyu, nk'uko yabigutegetse.

[18]Uzajye ukora ibitunganye n'ibiboneye mu maso y'Uhoraho, kugira ngo uzagire amahirwe kandi wigarurire igihugu cyiza Uhoraho yasezeranyije abasokuruza bawe abigirishije indahiro,

[19]maze umeneshe abanzi bawe bose nk'uko Uhoraho yabisezeranye.

[20]Ikindi gihe umwana wawe nakubaza ati «Aya mateka, n'aya mategeko n'iyi migenzo Uhoraho Imana yabahaye ni iby'iki?»

[21]uzasubize uwo mwana wawe uti «Twari abacakara ba Farawo mu Misiri, nuko Uhoraho adukuza mu Misiri imbaraga z'ukuboko kwe;

[22]Uhoraho yerekanira mu maso yacu ibimenyetso n'ibitangaza bihambaye, bigirira nabi Misiri, Farawo n'abe bose;

[23]naho twebwe adukurayo, kugira ngo atujyane mu gihugu yasezeranyije abasokuruza bacu abigirishije indahiro ko azakiduha.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

24Nuko Uhoraho adutegeka gukurikiza aya mabwiriza yose no gutinya Uhoraho Imana yacu, kugira ngo tugire amahirwe iminsi yose, kandi atubesheho nk'uko tumeze ubu ngubu.

25Tuzaba rero intungane niba twihatiye gukurikiza aya mategeko yose, turangamiye Uhoraho Imana yacu, nk'uko yabitubwirije.»

## Ivugururamategeko 7

### Israheli ni umuryango weguriwe Uhoraho

1Uhoraho Imana yawe namara kukwinjiza mu gihugu ugiye kwigarurira, akirukana amahanga menshi imbere yawe, Abaheti, Abagirigashi, Abahemori, Abakanahani, Abaperezi, Abahivi n'Abayebuzi, amahanga arindwi akuruta ubwinshi kandi akurusha amaboko,

2nuko Uhoraho Imana yawe akabakurekurira maze ukabatsinda, uzabatsembe rwose. Ntuzagirane na bo amasezerano, ntuzababababarire.

3Ntuzashyingirane na bo; ntuzahe umuhungu wabo umukobwa wawe, ntuzashakire umuhungu wawe umukobwa wabo,

4kuko ibyo byatuma umuhungu wawe ahinduka ntankurikire, akayoboka izindi mana; uburakari rero bw'Uhoraho bukabagurumaniraho, maze ako kanya akakurimbura.

5Ahubwo dore uko muzagenza ayo mahanga: intambiro zabo muzazisenye, inkingi zabo z'amabuye muzimenagure, ibiti byabo bisengwa mubitemagure, n'amashusho y'imana zabo muyatwike.

6Kuko wowe uri umuryango weguriwe Uhoraho Imana yawe; ni wowe Uhoraho Imana yawe yitoreye, kugira ngo mu miryango yose iri ku isi umubere umuryango w'umwihariko.

### Uhoraho ntahemuka ku Isezerano rye

7Niba Uhoraho yarabitayeho akabatora, si uko wenda mwari benshi kurusha indi miryango, kuko ari mwe bake cyane mu miryango yose.

8Ahubwo niba Uhoraho yarabimuye iyo mwari muri abigirishije imbaraga z'ukuboko kwe, akababohora mu nzu y'ubucakara, mu maboko ya Farawo umwami wa Misiri, ni ukubera ko Uhoraho abakunda kandi agakomera ku ndahiro yagiriye abasokuruza banyu.

9Uzamenye ko Uhoraho Imana yawe ari we Mana, Imana nyakuri; akomereza Isezerano rye n'ubudahemuka bwe abamukunda kandi bagakurikiza amategeko ye, akabibagirira mu bisekuru igihumbi.

10Nyamara yitura ako kanya umwanga wese, akamukuraho: ntatindiganyiriza


© 2012, Bible Society of Rwanda.

umwanga, amwitura ako kanya.

11Uzite ku mategeko, n'amabwiriza n'imigenzo ngutegetse uyu munsi ngo ujye ubikurikiza.

12Kubera ko muzaba mwarateze amatwi iyi migenzo, mukayikomeza kandi mukayikurikiza, Uhoraho Imana yawe azagukomereza nawe Isezerano n'ubudahemuka yarahiriye abasokuruza bawe.

13Azagukunda, aguhe umugisha, aguhe kugwira; kandi azaha umugisha abana bawe, n'imbuto zikomoka mu mirima yawe, ingano zawe, divayi yawe nshya n'amavuta yawe; azaha umugisha inka zawe zihaka n'intama zawe zonsa, mu gihugu yarahiriye abasokuruza bawe ko azakiguha.

14Uzagira umugisha kurusha indi miryango yose; nta bugumba buzabaho iwawe, ari ku bagabo, ari ku bagore, cyangwa se ku matungo yawe.

15Uhoraho azakurinda indwara zose, na bya byorezo bya Misiri uzi neza; ntazabiguteza, ahubwo azabyohererereza abakwanga bose.

16Uzarimbure amahanga yose Uhoraho Imana yawe azakurekurira, ntuzababababarire; kandi ntuzasenge imana zabo, kuko byakubera umutego.

### Uhoraho arengera umuryango we

17Wenda wakwibwira uti «Ariya mahanga ko anduta ubwinshi, nzashobora nte kuyanyaga ibyayo?»

18Ntuzayatinye! Uzibuke ibyo Uhoraho Imana yawe yagiriye Farawo na Misiri yose,

19wibuke bya byago bikomeye yahateje ubyibonera n'amaso yawe, wibuke bya bimenyetso n'ibitangaza bikaze, wibuke kandi imbaraga n'umurego by'ukuboko kw'Uhoraho Imana yawe, igihe agukuye mu Misiri! Nguko rero uko Uhoraho Imana yawe azagenzereza amahanga yose yashobora kugutera ubwoba.

20Ndetse Uhoraho Imana yawe azabatererereza gucika intege, kugeza ko harimbuka n'abazaba bacitse ku icumu bakakwihisha.

21Ntuzahinde umushyitsi imbere yabo, kuko Uhoraho Imana yawe, Imana ikomeye kandi iteye ubwoba, ari kumwe nawe.

22Nyamara Uhoraho Imana yawe azamenesha ayo mahanga buhoro buhoro: ntiwashobora kubarimbura ako kanya, kuko bitabaye ibyo, inyamaswa zo mu gasozi zagwira, zikagutera.

23Amaherezo ariko Uhoraho Imana yawe azakurekurira ayo mahanga, abakure umutima kugeza ubwo bazarimbuka.

24Azakurekurira abami babo, amazina yabo yibagirane mu nsi y'ijuru; nta n'umwe uzakunanira kugeza ubwo bose uzabarimbura.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[25]Amashusho y'imana zabo uzayatwike. Ntuzagire ibishuko byo kugumana feza cyangwa zahabu biyatatse, kuko byatuma ugwa mu mutego, kandi ari ishyano Uhoraho Imana yawe yanga urunuka.

[26]Ntihazagire bene ibyo bintu by'amahano winjiza mu nzu yawe, kuko wakurikiranwa n'umuvumo nka byo. Uzabyirinde rwose, bikubere umuziro, kuko bikurikiranwe n'umuvumo.

## Ivugururamategeko 8

### Uhoraho yigishirije Israheli mu butayu

[1]Amategeko yose nguhaye uyu munsi muzihatire kuyakurikiza kugira ngo mubeho, mugwire kandi mwigarurire igihugu Uhoraho yasezeranyije indahiro abasokuruza banyu, maze mugitunge.

[2]Uzajye wibuka urugendo rurerure Uhoraho Imana yawe yagukoresheje mu butayu mu myaka mirongo ine yose, kugira ngo agucishe bugufi, bityo akugerageze, amenye ikiri mu mutima wawe kandi amenye niba uzakurikiza amategeko ye cyangwa niba utazayakurikiza.

[3]Yagucishije bugufi, atuma wicwa n'inzara, maze akugaburira manu wari utazi, n'abasokuruza bawe batigeze bamenya: ibyo ari ukugira ngo akumenyeshe ko umuntu adatungwa n'umugati gusa, ko ahubwo atungwa n'ijambo ryose riturutse mu kanwa k'Uhoraho

[4]Muri iyo myaka mirongo ine, imyenda yawe ntiyagusaziyeho, ibirenge byawe ntibyabyimbye

[5]kandi niba utekereza, urabona yuko Uhoraho Imana yawe yakwigishaga nk'uko umuntu agenzereza umwana we.

### Ibishuko Israheli izagirira mu gihugu yasezeranyijwe

[6]Uzakurikize amategeko y'Uhoraho Imana yawe, unyure mu nzira akuyoboyemo, kandi umutinye.

[7]Uhoraho Imana yawe akwinjije mu gihugu cyiza: igihugu cy'imigezi n'amasoko, cy'amazi ari mu nda y'ubutaka akadudubiza mu bibaya no ku misozi,

[8]igihugu cy'ingano na za bushoki, cy'imizabibu, cy'imitini n'amakomamanga, cy'amavuta y'imizeti n'ubuki;

[9]igihugu uzariramo umugati ugahaga, ntugire icyo ubura; igihugu cy'amabuye y'ubutare, n'imisozi yacyo icukurwamo umuringa.

[10]Uzarya uhage, uzashimire Uhoraho Imana yawe igihugu cyiza azaba yaguhaye.

[11]Uzirinde kwibagirwa Uhoraho Imana yawe udakurikiza amategeko ye, amabwiriza ye n'imigenzo ye nguhaye uyu munsi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12Nurya ugahaga, ukiyubakira amazu meza yo kubamo,

13ukagwiza amatungo magufi n'amaremare; ukagwiza feza na zahabu, kimwe n'undi
mutungo w'ubwoko bwose,

14uramenye ntuzirate ngo wibagirwe Uhoraho Imana yawe. Ni we wagukuye mu
gihugu cya Misiri, mu nzu y'ubucakara;

15ni we wakunyujije muri bwa butayu bunini kandi buteye ubwoba, butuwe n'inzoka
zifite ubumara butwika, na za manyenga, bukaba igihugu kigwengeye kitagira amazi;
ni we wagukuriye amazi mu rutare rukomeye.

16Muri ubwo butayu, ni we wakugaburiye manu , abasokuruza bawe batigeze
bamenya. Ibyo byose kwari ukugira ngo agucishe bugufi kandi akugerageze, maze
abone kuzaguha guhirwa mu bihe bizaza.

17Ntuzibwire uti «Imbaraga zanjye bwite ni zo zangejeje kuri ubu burumbuke»,

18ahubwo uzibuke ko ari Uhoraho Imana yawe uzaba yaraguhaye imbaraga zo
kugera ku burumbuke, kugira ngo akomeze Isezerano yarahiriye abasokuruza bawe,
nk'uko ubikora ubu ngubu.

19Nuramuka wibagiwe Uhoraho Imana yawe, ukayoboka izindi mana, ukazikorera,
ukazipfukamira, nemeje uyu munsi ko muzarimbukira gushira:

20nk'amahanga Uhoraho yarimburiye imbere yanyu, ni ko namwe muzarimbuka,
kubera ko muzaba mutarateze amatwi ijwi ry'Uhoraho Imana yanyu.

## Ivugururamategeko 9

### Israheli nta cyo irusha abandi

1Israheli, tega amatwi! Ubu ugiye kwambuka Yorudani, maze unyage umutungo
w'amahanga akuruta ubwinshi kandi akurusha amaboko, afite imigi minini kandi
icinyiye, izengurutswe n'inkuta z'amabuye zikabakaba ku ijuru,

2imigi ituwe n'abantu bakomeye kandi barebare cyane, bitwa Abanaki. Urabizi, kandi
wumvise bavuga ngo «Ni nde wahangara bene Anaki?»

3Ubu ngubu ugiye kumenya uko Uhoraho Imana yawe ari we uri bwambuke
Yorudani, akakugenda imbere nk'umuriro utsemba; ni we uzabarimbura, ni we
uzabagutsindira. Ubwo rero uzabanyaga ibyabo kandi ubarimbure ako kanya nk'uko
Uhoraho yabigusezeranyije.

4Uhoraho Imana yawe namara kubamenesha imbere yawe, ntuzibwire uti
«Ubutungane bwanjye ni bwo bwateye Uhoraho kunzana muri iki gihugu ngo
nkigarurire.» Ubwigomeke bw'ayo mahanga ni bwo bwateye Uhoraho kubanyaga
ibyabo ngo abiguhe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Ubutungane bwawe cyangwa se ubwiza bw'umutima wawe si byo bitumye ugiye
kwinjira mu gihugu cyabo ngo ukigarurire; mu by'ukuri, ubwigomeke bw'ayo
mahanga ni bwo bwateye Uhoraho kubanyaga ibyabo ngo abiguhe. Indi mpamvu
Uhoraho abigiriye, ni ukugira ngo akomeze indahiro yagiriye abasokuruza bawe
Abrahamu, na Izaki na Yakobo.

6Umenye rero yuko ubutungane bwawe atari bwo bwatumye Uhoraho Imana yawe
aguha kiriya gihugu cyiza ngo ugitunge, kuko usanzwe uri umuryango ufite ijosi
rishingaraye.

### Ikimasa gikozwe muri zahabu: icyaha cy'Abayisraheli

7Jya wibuka, ntukibagirwe ko warakaje Uhoraho Imana yawe igihe wari mu butayu.
Kuva wa munsi mwimukiyeho muva mu gihugu cya Misiri kugeza aho mugereye
hano, ntimwahwemye kugomera Uhoraho.

8Kuri Horebu mwarakaje Uhoraho, nuko Uhoraho arabarakarira kugeza ubwo
ashatse kubarimburira gushira.

9Igihe nzamutse uwo musozi ngo mpabwe bya bimanyu by'amabuye, ibimanyu
byanditseho Isezerano Uhoraho yari yaragiranye namwe, nagumye kuri uwo musozi
iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine, ntarya umugati ntanywa n'amazi.

10Nuko Uhoraho ampa ibyo bimanyu bibiri by'amabuye byanditsweho n'urutoki
rw'Imana, bikaba byariho amagambo yose Uhoraho yari yababwiriye kuri uwo
musozi, avugira mu muriro rwagati, igihe mwari mwakoranye.

11Iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine bishize, ni bwo Uhoraho yampaye ibyo
bimanyu bibiri by'amabuye, ibimanyu biriho isezerano.

12Maze Uhoraho arambwira ati «Haguruka, umanuke bwangu, uve hano, kuko
imbaga yawe, ya yindi wavanye mu Misiri, yiyandaritse; ntibatinze guteshuka inzira
nari nabategetse: biremeye ishusho mu cyuma gishongeshejwe!»

13Uhoraho yungamo arambwira ati «Ndareba iriya mbaga, ngasanga ari imbaga ifite
ijosi rishingaraye!

14Nyorohera mbarimbure, nzimanganye izina ryabo mu nsi y'ijuru; ariko woweho
nzakubyaza ihanga ribaruta ubwinshi kandi ribarusha amaboko.»

15Nuko rero ndikubura, manuka umusozi, wa musozi wakaga wose umuriro, manuka
mfatishije ibiganza byanjye byombi bya bimanyu bibiri biriho Isezerano.

16Maze ndebye, mbona uko mwacumuriye Uhoraho Imana yanyu, mukiremera
ikimasa mu cyuma cyashongeshejwe: nta bwo mwatinye guteshuka inzira Uhoraho
yari yabategetse.

17Ubwo nafashe bya bimanyu bibiri, mbijugunya n'amaboko yanjye yombi,
mbimenagurira imbere yanyu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Ikimasa gikozwe muri zahabu: Musa abatakambira kuri Uhoraho

18 Nahise nikubita hasi imbere y’Uhoraho; mara iminsi mirongo ine n’amajoro mirongo ine ntarya, ntanywa n’amazi, nk’ubwa mbere, ari ukubera ibyaha byose mwari mwakoze igihe mukoze ibidatunganiye amaso y’Uhoraho, kugeza aho kumurakaza.

19 Natinyaga uburakari n’umujinya Uhoraho yari abafitiye, bigeza aho ashaka kubarimbura; nyamara, n’ubwo ngubwo, Uhoraho yongera kunyumva.

20 N’Aroni ubwe Uhoraho yari yamurakariye cyane, kugeza ubwo ashatse kumurimbura; nuko n’Aroni ndamusabira.

21 Hanyuma icyaha mwari mwakoze, ari cyo cya kimasa, ndagifata, ndagitwika; ibidakongotse ndabihondahonda, ndabisya, bihinduka ifu, maze iyo fu nyimena mu kagezi kamanuka kuri wa musozi.

22 Byongeye kandi i Tabera, i Massa n’i Kiberoti-Hatawa, na ho mwarakaje Uhoraho.

23 N’i Kadeshi-Barineya, igihe Uhoraho abohereje avuga ati «Nimuzamuke, mwigarurire igihugu mbahaye», na bwo mwasuzuguye ijwi ry’Uhoraho Imana yanyu, ntimwamwizera, ntimwatega amatwi ijwi rye.

24 Kuva nabamenya, igihe cyose mwabaye ibyigomeke imbere y’Uhoraho.

25 Igihe rero Uhoraho ashatse kubarimbura, nikubise hasi imbere ye, mpamara iminsi mirongo ine n’amajoro mirongo ine nubamye.

26 Ngatakambira Uhoraho ngira nti «Uhoraho Mana, wirimbura imbaga yawe, ubukonde bwawe, wabohoje ubuhangange bwawe, ukayikuza mu Misiri imbaraga z’ukuboko kwawe.

27 Ibuka abagaragu bawe Abrahamu, Izaki na Yakobo. Wikwita ku gasuzuguro k’uwo muryango, ku bugome bwawo no ku byaha byawo.

28 Hato abo mu gihugu wadukuyemo batava aho bigamba bati ’Uhoraho yananiwe kugeza abantu be mu gihugu yabasezeranyije, kandi arabanga: ni cyo gituma yabakuye ino kugira ngo areke bapfire mu butayu.’

29 Nyamara ni umuryango wawe, ubukonde bwawe, wimuyeyo ubigirishije imbaraga n’umurego by’ukuboko kwawe!»

## Ivugururamategeko 10

### Ikimasa gikozwe muri zahabu: Imbabazi z’Uhoraho

1 Nuko Uhoraho arambwira ati «Baza ibindi bimanyu bibiri by’amabuye bimeze nk’ibya mbere, hanyuma ubizamukane unsange ku musozi; ubaze n’ubushyinguro mu giti.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2 Kuri ibyo bimanyu by'amabuye nzandikaho amagambo yari ku bya mbere wamenaguye; hanyuma uzashyire ibyo bimanyu by'amabuye mu bushyinguro.»

3 Nuko mbaza ubushyinguro mu giti cy'umunyinya, mbaza n'ibimanyu bibiri by'amabuye bimeze nk'ibya mbere, maze nzamuka umusozi mfashe bya bimanyu bibiri by'amabuye mu ntoki.

4 Uhoraho rero, akoresheje umukono usa n'uwa mbere, yandika ku bimanyu bibiri by'amabuye ya Mategeko cumi yari yabatangarije ku musozi avugira mu muriro rwagati, igihe mwari mwakoranye. Nuko Uhoraho ansubiza ibyo bimanyu by'amabuye.

5 Hanyuma ndikubura manuka umusozi; mbishyira muri bwa bushyinguro nari nabaje, maze bigumamo nk'uko Uhoraho yari yabintegetse.

6 Nuko Abayisraheli bahaguruka bava ku mariba ya bene Yahakani berekeza i Mosera. — Aho ni ho Aroni yapfiriye, aranahahambwa; umuhungu we Eleyazari aramusimbura, aba umuherezabitambo. —

7 Bahavuye, bajya i Gudigoda; nyuma bava i Gudigoda berekeza i Yotibata, mu karere k'utugezi twinshi.

8 Icyo gihe Uhoraho arobanura umuryango wa Levi, awushinga kujya utwara ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho, guhagarara imbere y'Uhoraho, gukora imihango imugenewe, no guha rubanda umugisha mu izina rye, nk'uko bakibikora na n'ubu.

9 Ni cyo gituma Abalevi batagira umunani cyangwa umugabane w'umwihariko nk'abavandimwe babo; Uhoraho ni we munani wabo, nk'uko Uhoraho Imana yawe yabibasezeranyije.

10 Bityo, namaze kuri uwo musozi iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine nk'ubwa mbere, kandi na bwo Uhoraho yongera kunyumva; Uhoraho yisubiyeho, ntiyakurimbura.

11 Nuko Uhoraho arambwira ati «Haguruka! Jya imbere y'imbaga, utange ikimenyetso cyo gushyira nzira, bajye mu gihugu narahiriye abasokuruza babo ko nzakibaha ngo bakigarurire.»

### Itegeko ry'urukundo n'iryo kumvira

12 None rero Israheli, ubu Uhoraho Imana yawe agutezeho iki? Icyo agutezeho ni uko watinya Uhoraho Imana yawe, ugakurikira inzira ze zose, ugakunda Uhoraho Imana yawe kandi ukamukorera n'umutima wawe wose, n'amagara yawe yose,

13 ugakomeza amategeko y'Uhoraho n'amabwiriza nguhaye uyu munsi, kugira ngo uzahirwe.

14 Dore Uhoraho Imana yawe ni nyir'ijuru, na nyir'ijuru rihatse ayandi, akaba na

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nyir'isi hamwe n'ibiyiriho byose.

15Nyamara abasokuruza bawe bonyine ni bo Uhoraho yihambiriyeho arabakunda; nyuma yabo, abana babakomokaho, ari bo mwebwe, yabatoranyije mu yandi mahanga yose, nk'uko bigaragara ubu ngubu.

16Nimugenye rero imitima yanyu, muherukire aho kumushingana ijosi,

17kuko Uhoraho Imana yawe ari we Mana ihatse izindi, Umutegetsi w'abategetsi, Imana nkuru, y'igihangange kandi itinyitse, itarenganya kandi itagurirwa,

18irenganura imfubyi n'umupfakazi, ikunda umusuhuke ikamuha icyo kurya n'icyo kwambara.

19Muzakunde umusuhuke , kuko namwe mwabaye abasuhuke mu gihugu cya Misiri.

20Uzatinye Uhoraho Imana yawe kandi umukorere, abe ari we wihambiraho, izina rye abe ari ryo urahira.

21Ni we ugomba gusingiza, ni we Mana yawe yagukoreye bya bintu byose bikomeye kandi bitangaje wiboneye n'amaso yawe.

22Igihe abasokuruza bawe bamanutse bajya mu Misiri, bari abantu mirongo irindwi gusa; none dore Uhoraho Imana yawe yarakugwije, akunganya n'inyenyeri zo mu kirere.

## Ivugururamategeko 11

1Uzakunde rero Uhoraho Imana yawe, ukurikize amategeko ye, imigenzo ye, amabwiriza ye n'amateka ye, ubigire iminsi yose.

### Israheli irajye izirikana ibyo Imana yayigiriye

2Mwe murabizi ubu — ariko abana banyu ntibabimenye kandi ntibabyiboneye — mwe mwamenye ukuntu Uhoraho Imana yanyu yabigishije, mwamenye ubuhangange bwe, n'imbaraga n'umurego by'ukuboko kwe.

3Mwabonye ibimenyetso bye n'ibigwi bye muri Misiri nyirizina, mwabonye ibyo yakoreye Farawo umwami wa Misiri n'igihugu cye cyose.

4Mwamenye ibyo yakoreye ingabo z'Abanyamisiri, amafarasi yabo n'amagare yabo, akabubikaho amazi y'inyanja y'Urufunzo igihe bari babasatiriye, maze Uhoraho akabarimbura buheriheri.

5Mwabonye kandi ibyo yabakoreye mwebwe, kuva igihe mwari mu butayu kurinda mugera hano,

6n'ibyo yakoreye Datani na Abiramu, bene Eliyabu wo mu muryango wa Rubeni: imbere y'Abayisraheli bose, ubutaka bwarasamye bubamirana n'ab'iwabo bose, n'amahema yabo, ndetse n'abantu bose bari babashyigikiye.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7Mbese mwiboneye n'amaso yanyu ibigwi by'Uhoraho!

8Muzakomeze rero amategeko yose mbahaye uyu munsi, kugira ngo muzabe intwari,
mwigarurire igihugu mugiye kwinjiramo ngo mugitunge,

9maze muzarambe ku butaka Uhoraho yarahiriye kuzaha abasokuruza banyu hamwe
n'urubyaro rwabo — igihugu gitemba amata n'ubuki.

### Igihugu Uhoraho yitaho

10Nanone igihugu ugiye kwinjiramo ngo ukigarurire nta bwo gihwanye n'igihugu cya
Misiri mwavuyemo. Aho ngaho wabibaga imbuto zawe, ukaziyoboramo amazi
ukoresheje ikirenge cyawe, nk'uko umuntu avomerera umurima w'imboga;

11naho igihugu mugiyemo ngo mukigarurire ni igihugu kirimo imisozi n'ibikombe,
cyuhirwa amazi y'imvura:

12ni igihugu Uhoraho Imana yawe yitaho, Uhoraho Imana yawe agihozaho amaso
kuva mu ntangiriro y'umwaka kugera ku ndunduro yawo.

13Nimugira umwete wo kumvira koko amategeko yanjye, ayo nguhaye none,
mukabigira mukunda Uhoraho Imana yanyu, munamukorera n'umutima wanyu
wose n'amagara yanyu yose,

14mu gihe gikwiye nzavubira ubutaka bwanyu imvura bukeneye, ari iy'umuhindo ari
n'iy'urugaryi, muzasarure imyaka yanyu y'impeke na divayi nshya, n'amavuta
y'imizeti;

15kandi nzameza ubwatsi bw'amatungo yawe mu nzuri zawe, maze uzarye uhage.

16Muramenye, imitima yanyu itazoshywa mugateshuka inzira, mukayoboka izindi
mana, mukazipfukamira;

17kuko icyo gihe uburakari bw'Uhoraho bwababgurumanira, akaziba ijuru, akica
imvura, ubutaka ntibwongere kwera imyaka, bityo mukarimbuka bidatinze,
mugashira mu gihugu cyiza Uhoraho abahaye.

18Aya magambo yanjye mwumvise, muzayabike muri mwe, mu mitima yanyu,
muyagire ikimenyetso kidasibangana mu biganza byanyu, muyatamirize mu
ruhanga hagati y'amaso yanyu.

19Muzayigishe abana banyu, muyabasubirishemo igihe wicaye iwawe n'igihe ugenda
mu nzira, igihe uryamye n'igihe ubyutse.

20Uzayandike ku nkomanizo z'umuryango w'inzu yawe, no ku marembo y'imigi
yawe,

21kugira ngo mwebwe n'abana banyu muzarambe mu gihugu Uhoraho yarahiriye
kuzaha abasekuruza banyu, uko ijuru rizahora hejuru y'isi.


© 2012, Bible Society of Rwanda.

22Nimugira rwose umwete wo gukomeza ayo mategeko yose mbahaye ngo muyakurikize, mugakunda Uhoraho Imana yanyu, mukagenda mu nzira ze zose, kandi mukamwihambiraho,

23Uhoraho azamenesha ariya mahanga yose ari imbere yanyu, bityo munyage amahanga abaruta ubwinshi kandi abarusha amaboko.

24Ahantu hose muzashinga ikirenge hazaba habaye ahanyu; kuva ku butayu bwo mu majyepfo, kugera kuri Libani mu majyaruguru, kuva ku ruzi rwa Efurati mu burasirazuba kugera ku Nyanja y'Iburengerazuba, ngicyo igihugu cyanyu.

25Nta muntu uzatinyuka kubahangara; Uhoraho azakangaranya igihugu muzakandagiramo cyose, babatinye nk'uko yabibasezeranyije.

### Muhitemo umugisha cyangwa umuvumo

26Dore, uyu munsi mbashyize imbere umugisha n'umuvumo.

27Umugisha muzawubona nimwumvira amategeko y'Uhoraho Imana yanyu mbagejejeho none;

28umuvumo muzawugira nimutumvira amategeko y'Uhoraho Imana yanyu, mugateshuka inzira mbabwirije none, ngo mwikurikirire izindi mana mutari muzi.

29Kandi Uhoraho Imana yawe namara kukugeza mu gihugu ugiye kwinjiramo kugira ngo ukigarurire, uzavugire umugisha ku musozi wa Garizimu, n'umuvumo uwuvugire ku musozi wa Ebali.

30Iyo misozi yombi iri hakurya ya Yorudani, (hirya y'inzira igana iburengerazuba mu gihugu cy'Abakanahani batuye muri Araba), iteganye na Giligali, hafi y'ibiti by'imishishi by'i More.

31Koko rero mugiye kwambuka Yorudani, mwigarurire igihugu Uhoraho Imana yanyu abahaye: muzakigarurira maze mugituremo...

32Ariko rero muzajye mwihatira gukurikiza amategeko yose n'imihango mbashyikirije uyu munsi.

## Ivugururamategeko 12

### AMATEGEKO Y'UHORAHO

1Dore amategeko n'imihango mukwiye kuzitondera mu gihugu Uhoraho Imana y'abasokuruza bawe yaguhaye gutunga, muzabikurikize iminsi yose muzamara ku isi.

### Mujye musengera Uhoraho ahantu hamwe gusa

2Ahantu hose amahanga mugiye kunyaga yasengeraga imana zabo, muzahasenye muhatsiratsize: haba ku misozi miremire, haba ku tununga cyangwa se mu nsi y'ibiti

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bitohagiye byose.

3Muzasenye intambiro zabo, mumenagure inkingi zabo z'amabuye, mutwike ibiti byabo bisengwa, mumenagure amashusho yabo, mbese muzazimanganye amazina y'izo mana, yibagirane aho hantu.

4Uhoraho Imana yanyu, we ntimuzamugirire nk'uko bo bagiriraga imana zabo;

5ahubwo ahantu Uhoraho Imana yanyu azaba yihitiyemo mu miryango yanyu yose kugira ngo ahature, ni ho honyine uzajya umushakira, ukanahayoboka.

6Azabe ari ho mujyana ibitambo byanyu bitwikwa, n'ibitambo byanyu bindi, n'icya cumi cy'umutungo wanyu, n'imisanzu yanyu, n'amaturo y'uguhigura, n'ibindi mutanze ku bwende, n'uburiza bw'amatungo yanyu maremare n'amagufi.

7Azabe ari ho mujya kurira imbere y'Uhoraho Imana yanyu, muhadabagirire hamwe n'abo mu ngo zanyu, mwishimire ibikorwa byose Uhoraho Imana yanyu azaba yabahereyemo umugisha.

8Ntimuzagenze nk'uko tugenza ubu ngubu hano, aho buri muntu yikorera uko abyumva.

9Koko rero ntimuragera aho mwagenewe kuruhukira, mu bukonde Uhoraho Imana yanyu abahaye.

10Ariko mugiye kwambuka Yorudani, muture mu gihugu Uhoraho Imana yanyu abahayeho umunani; azabaha kuruhuka abanje kubakiza ababisha banyu bose babagose, maze muhature nta mpagarara mufite.

11Ahantu Uhoraho Imana yanyu azaba yihitiyemo ngo ahatuze izina rye, ni ho muzajyana ibi mbategetse byose: ibitambo byanyu bitwikwa, n'ibitambo byanyu bindi, n'imisanzu yanyu, hamwe n'ibyo muzaba mwishakiye byose guha Uhoraho ngo bibe ituro ry'uguhigura.

12Azabe ari ho mujya kwishimira imbere y'Uhoraho Imana yanyu, mwebwe n'abahungu banyu, n'abakobwa banyu, n'abagaragu banyu n'abaja banyu, n'Abalevi bari mu migi yanyu, kuko bo badafite umugabane cyangwa umunani nkamwe.

13Uzirinde guturira ibitambo byawe bitwikwa ahantu ubonye hose.

14Ahubwo ahantu Uhoraho azihitiramo mu bukonde bw'umwe mu miryango yawe, ni ho honyine uzaturira ibitambo byawe bitwikwa; aho ni ho uzakorera ibyo ngutegetse byose.

15Cyakora, ushobora gukinja amatungo no kurira inyama zayo mu migi yawe yose uko ushaka, bikurikije uko Uhoraho Imana yawe azaba yaraguhaye umugisha. Abahumanye n'abadahumanye bemerewe kuzaryaho, nk'uko barya isirabo cyangwa impara.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16Cyakora, ntimuzarye amaraso: muzayavushirize ku butaka nk'abamena amazi.

17Ikindi kandi, uramenye ntuzarire mu mugi wawe icya cumi cy'ingano zawe, n'icya divayi yawe nshya, n'icy'amavuta y'imizeti yawe, cyangwa se uburiza bw'amatungo yawe maremare n'amagufi, cyangwa ibitambo byose by'uguhigura, cyangwa ibintu utanze ku bwende, n'imisanzu;

18uzajye ubirira gusa imbere y'Uhoraho Imana yawe, ahantu Uhoraho Imana yawe azaba yihitiyemo, ubisangire n'umuhungu wawe, n'umukobwa wawe, n'umugaragu wawe, n'umuja wawe, n'Umulevi uri mu mugi wawe; mudabagirire imbere y'Uhoraho Imana yawe, wishimire ibyo wakoze byose.

19Uzirinde kurangarana Umulevi igihe cyose uzamara ku butaka utuyeho.

20Uhoraho Imana yawe namara kwagura igihugu cyawe nk'uko yabigusezeranyije, maze nawe ukibwira uti «Reka ndye inyama», bitewe n'uko umutima wawe uzishaka, uzarye inyama uko umutima wawe ushaka kose.

21Niba ahantu Uhoraho Imana yawe azaba yihitiyemo ngo ahatuze izina rye hakubereye kure, ukananirwa kujyayo, uzabage amwe mu matungo yawe maremare cyangwa amagufi Uhoraho azaba yaraguhaye, ubigire uko nagutegetse, maze urire izo nyama mu mugi wawe uko umutima wawe ushaka kose.

22Rwose uzirire izo nyama nk'uko barya isirabo cyangwa impara! Abahumanye n'abadahumanye bazazirye kimwe.

23Icyakora, uramenye uzirinde kurya amaraso, kuko amaraso ari yo buzima; ntuzaryane rero inyama n'ubuzima bwazo.

24Uramenye ntuzayarye: amaraso uzajye uyavushiriza ku butaka nk'uko bamena amazi.

25Uramenye ntuzayarye, kugira ngo wowe n'abana bazagukomokaho muzahirwe kubera ko uzaba wakoze igitunganye mu maso y'Uhoraho.

26Ibintu byonyine uzajyana ahantu Uhoraho azaba yarihitiyemo, ni ibyo uzaba wareguriye Imana kimwe n'amatungo yawe y'uguhigurwa.

27Ibitambo bitwikwa – ni ukuvuga inyama hamwe n'amaraso – uzabiturire ku rutambiro rw'Uhoraho Imana yawe; amaraso y'ibitambo byawe azamenwe ku rutambiro rw'Uhoraho Imana yawe, naho inyama zabyo uzazirye.

28Uritondere kumva amagambo yose y'amategeko nguha, kugira ngo wowe n'abana bazagukomokaho uko imyaka itashye muzahirwe mubikesheje kugenza neza no gukora igitunganye mu maso y'Uhoraho Imana yawe.

### Kwirinda imana z'Abakanahani

29Uhoraho Imana yawe namara kurimbura imbere yawe amahanga ugiye gusanga

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ngo ubanyage ibyabo, nawe kandi numara kubanyaga ibyabo maze ugatura mu gihugu cyabo,

30uramenye ntuzagwe mu mutego ngo ugenze nka bo nibamara kuzima imbere yawe; uzirinde kubaririza ibyerekeye imana zabo uvuga uti «Harya, ya mahanga yubahaga imana zayo ate, kugira ngo nanjye ngenze nka yo?»

31Uramenye ntuzagirire Uhoraho Imana yawe ibyo bagirira imana zabo, kuko ikintu cyose Uhoraho yita gukora ishyano, icyo yanga urunuka cyose, bo bagikoreye imana zabo: ndetse bagejeje n'aho kujya batwikira izo mana abahungu babo n'abakobwa babo!

## Ivugururamategeko 13

### Mwirinde abashukanyi bogeza ibigirwamana

1Aya mategeko yose mbahaye, murihatire kuyakurikiza; ntuzagire icyo wongeraho cyangwa icyo ugabanyaho.

2Nihagira umuhanuzi cyangwa umubonekerwa waduka muri mwe n'aho yaguhanurira ikimenyetso cyangwa igitangaza kizaba,

3maze icyo kimenyetso cyangwa icyo gitangaza yari yakubwiye kikaba koko – nuko akakoshya agira ati «Reka tuyoboke imana zindi, tuzisenge», imana utigeze umenya,

4ntuzumve amagambo y'uwo muhanuzi cyangwa ngo witabire inzozi z'uwo mubonekerwa; kuko ubwo ari Uhoraho Imana yanyu uzaba ubagerageza, kugira ngo arebe niba koko muri abantu bakunda Uhoraho Imana yanyu n'umutima wanyu wose, n'amagara yanyu yose.

5Uhoraho Imana yanyu ni we wenyine mugomba gukurikira no gutinya; amategeko ye ni yo mugomba gukurikiza; ijwi rye ni ryo mugomba kumva; ni we mugomba gusenga; ni we mugomba kwizirikaho.

6Naho uwo muhanuzi cyangwa uwo mubonekerwa, muzamwice kubera ko azaba yababwirije kugomera Uhoraho Imana yanyu, wabakuye mu gihugu cya Misiri, akababohoza mu nzu y'ubucakara: uwo muntu yari agamije kubatesha inzira Uhoraho Imana yanyu yababwirije gukurikira. Muzakure ishyano hagati yanyu!

7Mwene so cyangwa mwene nyoko, umuhungu wawe cyangwa umukobwa wawe, umugore upfumbase cyangwa incuti yawe y'amagara, naramuka agusanze rwihishwa akakugira inama ati «Reka dusenge imana zindi» — imana utigeze umenya, na ba sogokuru batigeze bamenya,

8imana z'amahanga agukikije, yaba ari aya hafi cyangwa ari aya kure, uhereye ku mpera y'isi ukagera ku yindi –

9ntuzamwemerere, ntuzamwumve, ntuzamugirire impuhwe, ntuzashake kumukiza, ntuzamuhishire;


© 2012, Bible Society of Rwanda.

10ahubwo ugomba kumwica nta kabuza. Ikiganza cyawe kizabe icya mbere mu kumwica, hanyuma habone gukurikiraho rubanda rwose.

11Uzamutere amabuye, maze apfe azize ko azaba yagerageje kugushuka ngo agucishe ukubiri n'Uhoraho Imana yawe wagukuye mu gihugu cya Misiri, mu nzu y'ubucakara.

12Abayisraheli bose bazabyumva maze batinye, baherukire aho gukorera ibibi bimeze bityo muri mwe rwagati.

13Mu migi Uhoraho Imana yawe aguhaye guturamo, nuramuka wumvise inkuru y'uko hari ahadutse abantu b'ibyohe muri mwe,

14bagashuka abatuye mu rusisiro rwabo bababwira bati «Nimucyo tuyoboke imana z'ahandi», imana mutigeze mumenya,

15icyo gihe uzabibaririze, ubisobanuze neza, ubigenzure witonze. Nusanga ari byo koko, yuko bene iryo shyano ryakorewe hagati yanyu,

16ntuzatindiganye kumarira ku icumu abaturage b'uwo mugi bose, uwurimburane n'ibirimo byose, n'amatungo yabo uyamarire ku bugi bw'inkota.

17Ibisahuwe byose uzabiteranyirize ku karubanda, maze uwo mugi hamwe n'ibintu byose bisahuwe uzabitwikire Uhoraho Imana yawe. Uwo mugi uzahinduka umuyonga ingoma ibihumbi, ntuzigere wongera kubakwa ukundi.

18Ntuzagire ikintu na kimwe utwara mu bizaba byaciriwe umuvumo wo kurimburwa. Bityo Uhoraho azashira uburakari, maze akugirire impuhwe, akwereke ubugwaneza bwe, kandi aguhe kugwira nk'uko yabisezeranyije abasokuruza bawe;

19kuko uzaba wumviye ijwi ry'Uhoraho Imana yawe, ugakurikiza amategeko ye yose ngushyikirije uyu munsi, ugakora ibitunganiye Imana yawe.

## Ivugururamategeko 14

### Imigenzo ibujijwe igihe cyo kwiraburira uwapfuye

1Muri abana b'Uhoraho Imana yanyu. Ntimuziraburire uwapfuye mwica indasago ku mubiri cyangwa mwitega ibiharanjongo ku mutwe w'imbere.

2Kuko uri ubwoko bweguriwe Uhoraho Imana yawe: ni wowe Uhoraho yihitiyemo, kugira ngo mu mahanga yose ari ku bwisanzure bw'isi, ube ubukonde bwe.

### Inyama ziribwa n'izitaribwa

3Ntuzarye ikintu cyose kizira.

4Dore ubwoko bw'inyamaswa ushobora kurya: inka, intama, ihene,

5impara, isirabo, indonyi, inyemera, impongo, ifumberi n'isha.

6Mbese inyamaswa yose y'ikinono gisatuyemo kabiri kandi yuza, mushobora


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kuyirya.

7Ariko mu nyamaswa zuza n'izifite ikinono gisatuye, izo uzirinda kurya ni izi: ingamiya, urukwavu n'impereryi, kuko zuza ariko ntizigire ikinono; zabahumanya.

8N'ingurube, kuko ifite ikinono ariko ntiyuze, na yo ni umuziro kuri mwe: ntimukarye inyama zayo cyangwa ngo mukore ku ntumbi yayo.

9Mu nyamaswa zose zo mu mazi, izo mushobora kurya ni izi: inyamaswa yose ifite amababa yogesha hamwe n'isharankima, mushobora kuyirya;

10naho idafite amababa yogesha, kimwe n'isharankima, muzirinde kuyirya; yabahumanya.

11Igisiga cyose kidahumanya, mushobora kukirya.

12Ariko ibisiga muzirinda kurya ni ibi: kagoma, itanangabo, icyaruzi,

13nyirabarazana, ikizu, n'ubwoko bwose bw'ibyanira,

14ubwoko bwose bw'ibikona,

15inyombya, nyiramurobyi, ubwoko bwose bwa za sakabaka, mbuni,

16igihunyira gito, n'igihunyira kinini, n'igihunyira cy'amatwi,

17inzoya, inkongoro, na sarumfune,

18igishondabagabo, ubwoko bwose bw'uruyongoyongo, umusure, n'agacurama.

19Udusimba twose tuguruka ni umuziro kuri wowe, muzirinde kuturya.

20Inyoni zose zidahumanya, mushobora kuzirya.

21Inyamaswa yose yipfushije, ntimuzayirye: uzayirekere umusuhuke utuye mu mugi wawe, maze ayirye; cyangwa se uzayigurishe ku munyamahanga. Kuko woweho uri ubwoko bweguriwe Uhoraho Imana yawe. Ntuzateke umwana w'ihene mu mahenehene ya nyina.

## Gutanga icya cumi buri mwaka na buri myaka itatu

22Buri mwaka uzajye ugerura kimwe cya cumi ku bihingwa byose uzaba warabibye, ukabisarura mu mirima yawe.

23Uzajye imbere y'Uhoraho Imana yawe, ahantu azaba yihitiyemo ngo ahatuze Izina rye, maze abe ari ho urira ituro ry'icya cumi cy'ingano wejeje, n'icya divayi yawe, n'icy'amavuta y'imizeti yawe, n'uburiza bw'amatungo yawe maremare n'amagufi; bityo uzigireho kujya utinya Uhoraho Imana yawe iminsi yose.

24Niba urugendo ari rurerure cyane ku buryo udashobora kujyana ituro ry'icya cumi cy'ibyawe, kubera ko nyine ahantu Uhoraho Imana yawe azaba yihitiyemo kugira ngo ahatuze Izina rye ari kure y'iwawe, niba kandi Uhoraho Imana yawe azaba

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

yarakugwijeho umugisha,

25icyo gihe icya cumi cy'ibyawe uzakigurane feza, ugende uzicigatiye mu ntoki, maze
abe ari zo ujyana ahantu Uhoraho Imana yawe azaba yihitiyemo.

26Nugerayo, uzatanga izo feza uziguremo icyo ushatse cyose: itungo rirerire cyangwa
irigufi, divayi cyangwa indi nzoga, mbese ikintu cyose umutima wawe uzaba ushaka.
Uzabirire aho ngaho imbere y'Uhoraho Imana yawe, ubisangire n'ab'iwawe, maze
munezerwe.

27Ariko ntuzarangarane Umulevi utuye mu mugi wawe, kuko we adafite umugabane
cyangwa umunani nkawe.

28Uko imyaka itatu ishize, uzajye ugerura icya cumi cy'imyaka yose wejeje muri uwo
mwaka, maze ubibike mu mugi wawe.

29Nuko Umulevi – kuko we adafite umugabane cyangwa umunani nkawe – kimwe
n'imfubyi n'umupfakazi bari mu migi yawe, bazaze barye bahage uko bashaka, kugira
ngo Uhoraho Imana yawe aguhere umugisha mu mirimo ukora yose.

## Ivugururamategeko 15

### Umwaka w'isabato

1Uko imyaka irindwi ishize, uzajye urekera imyenda abayikurimo.

2Dore rero kubarekera imyenda icyo bivuga: Umuntu wese uzaba yaragize icyo
yagurije mugenzi we, azareka uburenganzira agifiteho; ntazakoreshe agahato ngo
yishyuze mugenzi we cyangwa mwene wabo, kuko hazaba hatangajwe igihe cyo
guhara imyenda, bigiriwe Uhoraho.

3Umunyamahanga we ushobora kumushyiraho agahato ngo akwishyure; ariko ibyo
umuvandimwe wawe akurimo uzabimurekere.

4Ndetse ntihakagire abakene baba muri mwe, kuko Uhoraho atazabura rwose
kukugwizaho umugisha mu gihugu Uhoraho Imana yawe aguhayeho ubukonde ngo
ucyigarurire,

5upfa gusa kwihatira kumvira Uhoraho Imana yawe ubishyizeho umwete, ukitondera
gukurikiza aya mategeko yose ngushyikirije uyu munsi.

6Uhoraho Imana yawe namara kuguha umugisha nk'uko yabigusezeranyije, uzajya
uguriza amahanga menshi ku bugwate, ariko wowe ntuzayaguzaho ku bugwate;
uzahaka amahanga menshi, wowe ntazaguhaka.

7Nihaba muri mwe umukene, ari umwe wo muri bene wanyu, atuye muri umwe mu
migi yawe, mu gihugu Uhoraho Imana yawe aguhaye, ntuzanangire umutima wawe
ngo ugundire ibyawe, ubyimeho mwene wanyu w'umukene;

8ahubwo ntuzatinye kumuramburira intoki, maze wemere kumuguriza ku bugwate

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ibyo ashobora kuba akeneye byose.

9Uramenye ntuzagire ku mutima wawe ibitekerezo bigoramye, wibwira uti «Dore umwaka wa karindwi ugiye gutaha, umwaka wo guhara imyenda», ibyo bigatuma rero urebana imbabazi nke mwene wanyu w'umukene, ukanga kugira icyo umuha. Kuko icyo gihe aramutse atakiye Uhoraho akurega, wabarwaho icyaha!

10Ntuzabure kumuha, kandi niba umuhaye, bigire utagononwa; kuko ibyo ari byo bizatuma Uhoraho Imana yawe aguhera umugisha mu mirimo ukora yose n'ibyo wimirije imbere byose.

11Kubera ko abakene badateze gushira mu gihugu, nguhaye nanone iri tegeko: Ntuzabure kugira icyo uha mwene wanyu, n'umunyabyago, n'umutindi uri mu gihugu cyawe.

### Kurekura abacakara b'Abahebureyi

12Nihagira mwene wanyu w'Umuhebureyi, yaba umugabo cyangwa umugore witanze ngo umugure, maze akagukorera imyaka itandatu ari umucakara, mu wa karindwi uzamurekure umusubize ubwigenge.

13Kandi numurekura ngo agende abeho yigenga, ntuzamusezerere ngo agende amara masa;

14ahubwo uzamuhe ibintu byinshi ku matungo yawe no ku myaka usaruye, no ku muvure wawe wengeramo divayi: uko Uhoraho azaba yaraguhaye umugisha, azabe ari ko nawe umuha.

15Uzibuke yuko nawe wari umucakara mu gihugu cya Misiri, maze Uhoraho Imana yawe akagucungura; ni cyo gituma nguhaye iryo tegeko uyu munsi.

16Ariko uwo mucakara nakubwira ati «Sinshaka kuva iwawe», kubera urukundo agufitiye, wowe n'abo mu rugo rwawe, maze akaba amerewe neza iwawe,

17uzende uruhindu, urumupfumuze ugutwi umwegetse ku rugi rw'iwawe, maze abe umugaragu wawe burundu. N'umuja wawe uzamugenze utyo.

18Numurekura ngo akuveho, abeho yigenga, ntibizagutere agahinda; kuko kuba yaragukoreye imyaka itandatu yose, yakungukiye ibiruta incuro ebyiri ibyo umupagasi ahembwa; kandi Uhoraho Imana yawe azaguhera umugisha mu byo uzakora byose.

### Ikivutse uburiza cyose kizaturwe Imana

19Uburiza bwose bw'igitsinagabo buzavuka ku matungo yawe maremare n'amagufi, uzabwegurira Uhoraho Imana yawe; ntugakoreshe imirimo uburiza bw'itungo ryawe rirerire cyangwa ngo wogoshe uburiza bw'intama yawe.

20Buri mwaka uzajye ubujyana imbere y'Uhoraho Imana yawe, ahantu Uhoraho azaba yihitiyemo, maze uburireyo ubusangire n'abo mu rugo rwawe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

21Niba hari inenge bwavukanye, bukaba bucumbagira cyangwa buhumye, cyangwa se bufite inenge yindi bwavukanye, ntuzabutambire Uhoraho Imana yawe:

22uzaburire iwanyu, ubusangire n'umuntu uhumanye kimwe n'udahumanye, nk'uko musangira isirabo n'impara.

23Gusa rero uzirinde kurya amaraso yabwo, ahubwo uzayavushirize ku butaka nk'uko bamena amazi.

## Ivugururamategeko 16

### Ibyerekeye iminsi mikuru iba mu mwaka

1Ujye wubahiriza ukwezi kw'Amahundo, wizihize n'umunsi wa Pasika, ubigirira Uhoraho Imana yawe, kuko mu kwezi kw'Amahundo ari bwo Uhoraho Imana yawe yakwimuye mu Misiri, nijoro.

2Uzajye utura Uhoraho Imana yawe igitambo cya Pasika, ukivanye mu matungo yawe maremare n'amagufi, ugiturire ahantu Uhoraho azaba yihitiyemo ngo ahatuze Izina rye.

3Ntuzakirishe umugati usembuye; uzamare iminsi irindwi utunzwe gusa n'imigati idasembuye — ni umugati w'amage, kubera ko wavuye mu gihugu cya Misiri bya huti huti —. Bityo rero, iminsi yose y'ukubaho kwawe uzajye wibuka wa munsi waviriyeho mu gihugu cya Misiri.

4Muri iyo minsi uko ari irindwi, ntihazagire umusemburo uboneka iwawe, mu gihugu cyawe cyose; kandi inyama uzaba wabagiye gutamba ku munsi wa mbere nimugoroba, ntihazagire izirara ngo zigeze bukeye bwaho.

5Uramenye ntuzaturire igitambo cya Pasika mu mugi ubonetse wose mu yo Uhoraho Imana yawe aguhaye;

6ahubwo ahantu Uhoraho Imana yawe azaba yihitiyemo ngo ahatuze Izina rye, ni ho honyine uzatambira Pasika, nimugoroba izuba rirenze, ku munsi w'isaha waviriyeho mu Misiri.

7Iryo tungo uzariteke, uririre ahantu Uhoraho Imana yawe azaba yihitiyemo; hanyuma nibucya, wigendere, usubire ku mahema yawe.

8Mu minsi itandatu, uzajye urya imigati idasembuye, ku wa karindwi habe ikoraniro ryo gusoza umunsi mukuru w'Uhoraho Imana yawe. Ntuzagire umurimo n'umwe w'amaboko ukora.

9Byongeye, uzajye ubara ibyumweru birindwi: uzahere ku munsi batangiriraho kugesa imyaka yeze, maze ubare ibyumweru birindwi.

10Hanyuma ubone kwizihiza Umunsi mukuru w'Ibyumweru, ubigirira Uhoraho Imana yawe; umuzanire amaturo uko umutima wawe ubishaka, ukurikije uko


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Uhoraho Imana yawe azaba yakugwijeho imigisha.

11Maze wishimire imbere y'Uhoraho Imana yawe, ufatanyije n'umuhungu wawe, n'umukobwa wawe, n'umugaragu wawe, n'umuja wawe, n'Umulevi utuye mu mugi wawe, n'umusuhuke, n'imfubyi n'umupfakazi baturanye nawe, mwishimire ahantu Uhoraho azaba yihitiyemo ngo ahatuze Izina rye.

12Uzibuke ko wari umucakara mu Misiri, ukomeze ayo mategeko kandi uyakurikize.

13Ku byerekeye Umunsi mukuru w'Amahema, uzajye uwizihiza iminsi irindwi yose, urangije guhunika ibivuye ku mbuga uhuriraho, no kubika divayi ivuye mu rwengero rwawe.

14Uzishime kuri iyo minsi mikuru, ufatanyije n'umuhungu wawe, n'umukobwa wawe, n'umugaragu wawe, n'umuja wawe, n'Umulevi, n'umusuhuke, n'umupfakazi batuye mu migi yawe.

15Mu minsi irindwi yose, uzajye gukorera ibirori Uhoraho Imana yawe, ubyizihirize ahantu Uhoraho azaba yihitiyemo, kuko Uhoraho Imana yawe azaba yaguhereye umugisha mu myaka usaruye yose, n'imirimo wakoze yose; nuko uzishime, unezerwe.

16Gatatu mu mwaka, abagabo bose bazakore urugendo, bajye kwiyereka Uhoraho Imana yawe, bamusange ahantu azaba yihitiyemo: bazabigire mu minsi mikuru y'imigati idasembuye, ku Munsi mukuru w'ibyumweru, no mu minsi mikuru y'Amahema. Ntihazagire ujya kureba Uhoraho nta cyo yitwaje;

17ahubwo buri muntu azajye atanga amaturo y'ibimuvuye mu maboko, uko Uhoraho Imana yawe azaba yaraguhaye umugisha.

## Amabwiriza yerekeye abacamanza

18Mu miryango yawe yose uzishyirireho abacamanza n'abashinzwe kubahiriza amategeko yose Uhoraho Imana yawe aguhaye, bazajye bacira rubanda imanza zitabera.

19Ntuzagoreke imanza, ntuzite ku cyubahiro cy'umuntu, ntuzakire ruswa, kuko ruswa ihuma amaso abanyabwenge, ikaburizamo imanza z'intungane.

20Uzaharanire ubutabera, kugira ngo uzabone kuramba no kwigarurira igihugu Uhoraho Imana yawe aguhaye.

## Imigirire izirana n'iyobokamana nyakuri

21Ntuzagire igiti gisengwa ushinga iruhande rw'urutambiro uzubakira Uhoraho Imana yawe.

22Ntuzagire n'ubwo ushinga za nkingi z'amabuye, kuko Uhoraho Imana yawe azanga urunuka.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Ivugururamategeko 17

1Ntuzatambire Uhoraho Imana yawe inka cyangwa intama ifite ubusembwa cyangwa indi nenge yavukanye, kuko ari ishyano Uhoraho Imana yanyu yanga urunuka.

2Niba iwawe cyangwa muri umwe mu migi Uhoraho Imana yanyu aguhaye hari umugabo cyangwa umugore ukora ibintu bidatunganiye amaso y'Uhoraho Imana yawe, agaca ku Isezerano rye,

3maze akajya kuyoboka izindi mana, akazipfukama imbere, agasenga izuba, ukwezi cyangwa ikindi kintu cyose mu biri ku ijuru, kandi narabibujije,

4hanyuma bakamukuregera cyangwa ukagira ukundi wumva babivuga, uzaperereze ubyitondeye; maze nubona hari ibyemezo by'uko iryo shyano rikorwa muri Israheli,

5uzasohore uwo mugabo cyangwa uwo mugore ukora iryo shyano, umujyane ku irembo ry'umugi wawe, maze uwo mugabo cyangwa uwo mugore uzabatere amabuye, kugeza igihe bapfira.

6Ntihazagire ucirwa bene urwo rubanza rwo gupfa hatabonetse abagabo babiri cyangwa batatu bamushinja; naho nashinjwa n'umuntu umwe gusa, ntibazamwice.

7Abagabo bamushinja bazabe ari bo bafata iya mbere mu kumwica, hanyuma habone gukurikiraho rubanda rwose. Uzakure ishyano hagati yanyu.

### Imanza zigoye zizajya zicirirwa mu Ngoro y'Imana

8Nihaboneka urubanza rukunaniye rwerekeye icyaha cy'ubwicanyi, amahane cyangwa gukomeretsa undiibyo biburanishirizwa mu rukiko rw'umugi wawe — uzashyire nzira ujye ahantu Uhoraho Imana yawe azaba yihitiyemo;

9maze usange abaherezabitambo b'Abalevi hamwe n'umucamanza uzaba ariho icyo gihe, ubasobanuze: na bo bazakumenyesha uko baciye urubanza rwawe.

10Nawe rero uzakurikize icyemezo bazaba bakubwiriye aho hantu Uhoraho azaba yarihitiyemo, wihatire gukora ukurikije ibisobanuro byabo byose.

11Uko ibisobanuro baguhaye biteye n'uko urubanza rwawe baruciye, azabe ari ko ugenza, nta gutanira iburyo cyangwa ibumoso bw'icyemezo cy'urubanza bazaba bakumenyesheje.

12Nihagira umuntu ugira ihinyu ntiyumvire umuherezabitambo ubereyeho gukora imirimo mitagatifu y'Uhoraho Imana yawe, cyangwa ntiyumvire umucamanza, uwo muntu agomba kwicwa. Uzakure ishyano muri Israheli.

13Rubanda rwose bazabimenya, batinye, maze habure uwongera kuba umunyahinyu.

### Amabwiriza yerekeye umwami

14Numara kugera mu gihugu Uhoraho Imana yawe aguhaye, ukakigarurira, ukagituramo, maze ukibwira uti «Ndashaka umwami untegeka nk'uko ayandi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mahanga yose ankikije ameze»,

15umwami uzimika ngo agutegeke agomba kuba ari uwo Uhoraho Imana yawe
yitoreye ubwe. Umwami uzimika ngo agutegeke, uzamushake mu bavandimwe
bawe; uramenye ntuzimike umunyamahanga utari umuvandimwe wawe.

16Ariko rero, azirinde gutunga amafarasi menshi, cyangwa gusubiza rubanda mu
Misiri kugira ngo abone uko agwiza umubare w'amafarasi; kuko Uhoraho yababwiye
ati «Oya, ntimuzasubize ukundi muri iyo nzira!»

17Ikindi kandi, ntagomba kugira abagore benshi cyane: ibyo byatuma umutima
uteshuka inzira nziza. Ku byerekeye ifeza na zahabu, ntazashake gutunga ibirenze
urugero.

18Kandi namara kwima ingoma, aziyandukurire mu gitabo aya mategeko,
ayashyikirijwe n'abaherezabitambo b'Abalevi.

19Ayo mategeko azamugume hafi, ajye ayasoma iminsi yose y'ukubaho kwe, kugira
ngo yige gutinya Uhoraho Imana ye, yitondera amagambo yose y'iri Tegeko
n'amabwiriza arimo, kugira ngo abikurikize.

20Bityo, azirinda kwirata imbere y'abavandimwe, no gutanira ibumoso cyangwa
iburyo bw'ayo mategeko; maze azarambe ku ngoma, we n'urubyaro rwe, muri
Israheli.

## Ivugururamategeko 18

### Uburenganzira bw'Abalevi

1Abaherezabitambo b'Abalevi n'inzu yose ya Levi, ntibazagira umugabane
n'ubukonde muri Israheli: bazatungwa n'ibitambo biturwa Uhoraho hamwe
n'amakoro ye.

2Umulevi nta munani agira mu bavandimwe be: Uhoraho ni we munani we nk'uko
yabimubwiye.

3Dore rero uburenganzira abaherezabitambo bazagira muri rubanda no ku bantu
baza gutura ibitambo by'inka cyangwa intama: bazajya baha umuherezabitambo
urushyi rw'ukuboko, imisaya n'igifu.

4Uzajye umuha kandi umuganura w'ingano zawe, n'uwa divayi yawe, n'uw'amavuta
y'imizeti yawe n'uw'ubwoya bw'intama zawe.

5Kuko ari we Uhoraho Imana yawe yatoranyije mu miryango yawe yose, kugira ngo
we n'urubyaro rwe bagume aho iteka, bakora imirimo mitagatifu mu izina
ry'Uhoraho.

6Umulevi nava aho atuye, muri umwe mu migi yawe, aho ariho hose muri Israheli,
agashaka kujya ahantu Uhoraho azaba yihitiyemo,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7azajye akora imihango mitagatifu mu izina ry'Uhoraho Imana ye nk'uko ikorwa n'abavandimwe be bose b'Abalevi, ba bandi baguma imbere y'Uhoraho.

8Ku byerekeye ibibatunga, bose bazajye babona umugabane ungana, uretse ibyo buri muntu muri bo azashobora kuronka ku kiguzi cy'ibintu yarazwe n'abasokuruza be.

### Abahanuzi b'ibinyoma n'umuhanuzi nyakuri

9Numara kugera mu gihugu Uhoraho Imana yawe aguhaye, uramenye ntuzige gukora amahano akorwa n'ayo mahanga.

10Muri mwe ntihazaboneke umuntu utura Imana umuhungu we cyangwa umukobwa we amujugunya mu muriro; ntihazaboneke umuntu uraguza cyangwa ukora imigenzo yo gutongera undi amarozi,

11yo kuragura, kuzinga, guca inzaratsi, gushika abazimu n'abanzi, cyangwa se kuraguza ku bapfuye.

12Kuko ukora ibyo wese, Uhoraho amuzira akamwanga urunuka; kandi bene ayo mahano ni yo yatumye Uhoraho Imana yawe amenesha ayo mahanga imbere yawe.

13Uhoraho Imana yawe uzamwizirikeho rwose.

14Koko rero ayo mahanga ugiye kunyaga ibyayo, akora ibyo gutongera n'ibyo kuragura. Woweho Uhoraho Imana yawe ntiyashatse ko ugenza utyo.

15Uhoraho Imana yawe azitorera umuhanuzi umeze nkanjye, ukomoka muri mwe, mu bavandimwe bawe; azabe ari we mwumva.

16Ni na cyo wasabye Uhoraho Imana yawe kuri Horebu, kuri wa munsi w'ikoraniro, igihe wavugaga uti «Sinshaka gukomeza kumva ijwi ry'Uhoraho Imana yanjye, sinshaka gukomeza kubona uwo muriro mwinshi, kugira ngo ntapfa!»

17Ni bwo Uhoraho yambwiraga ati «Bagize neza kuba bavuze batyo!

18Nzababonera umuhanuzi umeze nkawe, ukomoka mu bavandimwe babo; nzashyira amagambo yanjye mu kanwa ke, ajye ababwira ibyo mubwirije byose.

19Kandi umuntu utazumva amagambo yanjye, ayo uwo muhanuzi nyine azavuga mu izina ryanjye, nzabimuryoza ubwanjye.

20Ariko uwo muhanuzi nahangara kuvuga mu izina ryanjye ijambo ntamubwirije kuvuga, cyangwa akavuga mu izina ry'imana zindi, icyo gihe uwo muhanuzi azapfa.»

21Yenda wakwibaza uti «Tuzamenya dute ko ijambo iri n'iri Uhoraho atari we warivuze?»

22Umuhanuzi navuga mu izina ry'Uhoraho, maze icyo avuze ntikibe, ntigisohore, icyo gihe bizaba atari ijambo ryavuzwe n'Uhoraho; uwo muhanuzi azaba yavuze ibyo yihimbiye. Ntugomba kumutinya!


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Ivugururamategeko 19

### Imigi y’ubuhungiro

1Uhoraho Imana yawe namara gutsemba imbere yawe amahanga atuye mu gihugu Uhoraho aguhaye, maze ukabazungura, ugatura mu migi yabo no mu mazu yabo,

2uzarobanure imigi itatu muri icyo gihugu cyawe, icyo Uhoraho Imana yawe aguhaye ngo ukigarurire;

3uharure imihanda iganayo, ugabanyemo gatatu igihugu Uhoraho Imana yawe aguhayeho ubukonde, maze umuntu wese wishe undi ajye abona ubuhungiro.

4Dore rero igihe umuntu wishe undi azashobora kuhahungira kugira ngo abeho: ni igihe azaba yishe bitari nkana mugenzi we, umuntu atari asanzwe yanga na mbere.

5Nk’umuntu wajyana n’undi mu ishyamba gutema ibiti; hanyuma yamanika intorezo, ikamucika igihe ashaka gutema igiti, igakuka, igatarukira mugenzi we, ikamwica: uwo muntu ashobora guhungira muri umwe muri iyo migi, maze agakira atyo.

6Ugomba guhorera uwe wapfuye ntazarakare, ngo atangire gukurikirana nyir’ukumwica, wenda amufatire mu nzira kubera ko urugendo ari rurerure, maze amutsinde aho. Koko rero, uwo mwishi ntakwiye guhanishwa urupfu, kubera ko mbere atari asanzwe yanga uwo yishe.

7Ni cyo gitumye nguhaye iri tegeko, nti «Uzarobanure imigi itatu.»

8Kandi Uhoraho Imana yawe niyagura ubwatsi bwawe, nk’uko yabirahiye abasokuruza bawe, maze akaguha igihugu cyose yasezeranye ko azakibaha —

9kubera ko uzaba wakomeje kandi ugakurikiza aya mategeko yose ngushyikirije uyu munsi, bityo ugakunda Uhoraho Imana yawe kandi ukanyura mu nzira ze iminsi yose — icyo gihe kuri ya migi itatu ya mbere uzongereho indi itatu.

10Bityo amaraso y’umuntu utacumuye ntazamenekera mu gihugu cyawe Uhoraho Imana yawe aguhayeho ubukonde: ayo maraso yazaguhama.

11Ariko niba umuntu yari asanzwe yangana na mugenzi we, akamwubikira, akamugwa gitumo, akamukubita, undi agakurizaho gupfa; hanyuma uwo mwishi agahungira muri umwe muri ya migi,

12abakuru bo mu mugi w’iwabo bazoherezeyo abantu bo kumufata bamukureyo, maze bamurekurire ugomba guhorera uwapfuye kugira ngo amwice.

13Ntuzamugirire ibambe na busa. Uzahanagure ku Bayisraheli amaraso y’umuntu utacumuye, bityo uzagire amahoro.

### Ibyerekeye imbago z’imirima

14Ntuzimure imbago z’umurima w’umuturanyi wawe, uko zashinzwe n’abakurambere mu bukonde uzakeberwa mu gihugu Uhoraho Imana yawe aguhaye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ngo ukigarurire.

### Ibyerekeye abagabo n'urubanza

15Umugabo umwe gusa ntazaze ngo ashinje umuntu wishe undi, cyangwa agakora icyaha cyangwa amafuti, ibyo ari byo byose; ubuhamya bw'abagabo babiri cyangwa batatu azabe ari bwo bashingiraho kugira ngo bashobore gutangiza urubanza.

16Nihagira umugabo w'ibinyoma wihandagaza kugira ngo ashinje umuntu icyaha cy'ubwigomeke,

17abo bantu bombi bazaba baburanira imbere y'Uhoraho, bazahagarare imbere y'abaherezabitambo n'abacamanza bazaba bariho icyo gihe.

18Abacamanza bazaperereze neza, bavumbure ko nyakurega undi ari umuhamyabinyoma, urega umuvandimwe we ibintu by'ibihimbano.

19Muzamucire urwo yashakaga gucira umuvandimwe we. Uzakure ishyano hagati yanyu.

20Rubanda basigaye bazumva bivugwa, maze bashye ubwoba, baherukire aho gukorera muri mwe ibibi bimeze bityo.

21Ntuzagire ibambe: amagara azahorwe andi, ijisho rihorwe irindi, iryinyo rihorwe irindi, ikiganza gihorwe ikindi, ikirenge gihorwe ikindi.

## Ivugururamategeko 20

### Amabwiriza yerekeye intambara

1Nuhagurukira kurema urugamba urwanya abanzi bawe, ukabona bafite amafarasi, amagare y'intambara n'ingabo biruta ibyawe kuba byinshi, ntukabatinye, kuko Uhoraho Imana yawe ari kumwe nawe, we wagukuye mu gihugu cya Misiri.

2Nimuzaba muri hafi yo kurema urugamba, umuherezabitambo azahagarare imbere, abwire rubanda ati

3«Israheli, tega amatwi! Uyu munsi mugiye kurwanya abanzi banyu. Muramenye ntimucike intege, ntimugire ubwoba, ntimute umutwe, ntimuhinde umushyitsi imbere yabo.

4Koko rero Uhoraho Imana yanyu aragendana namwe, kugira ngo arwanye abanzi banyu mu kigwi cyanyu, mbese abatabare.»

5Abashinzwe kubahiriza amategeko na bo bazaze babwire rubanda bati «Hari umuntu uri hano waba yarubatse inzu nshya, none akaba atarayitaha? Nagende asubire iwe, kugira ngo hato atagwa ku rugamba, maze undi akaba ari we utaha iyo nzu ye.

6Hari umuntu uri hano waba yarateye imizabibu, none akaba atararya imbuto zayo


© 2012, Bible Society of Rwanda.

z’umuganura? Ngaho nagende yisubirire iwe, kugira ngo hato atagwa ku rugamba, maze undi akaba ari we urya imbuto z’umuganura.

7 Hari umuntu uri hano waba yarasabye umugeni none akaba ataramurongora? Ngaho nagende yisubirire iwabo, kugira ngo hato atagwa ku rugamba, maze undi muntu akaba ari we umurongorera umugeni.»

8 Abashinzwe kubahiriza amategeko bazongere babwire rubanda nanone bati «Hari umuntu uri hano waba afite ubwoba, akaba yacitse intege? Ngaho nagende yisubirire imuhira, yoye gukura umutima abavandimwe be nk’uko uwe umeze.»

9 Abashinzwe kubahiriza amategeko nibamara kubwira rubanda batyo, hazashyirweho abatware b’ingabo bo kuyobora rubanda.

10 Numara gusatira umugi ngo uwurwanye, bene wo uzabagire inama yo kugirana nawe amasezerano y’amahoro.

11 Nibagusubiza bati «Ngaho tugirane amasezerano y’amahoro», maze bakakugururira amarembo yabo, abantu uzasangamo bose uzabagire ingaruzwamuheto zawe, bajye bagukorera.

12 Ariko nibanga kugirana nawe amasezerano y’amahoro, bagashaka kurwana, uzagote umugi wabo;

13 Uhoraho Imana yawe azawukurekurira, maze abantu bawurimo bose ubamarire ku bugi bw’inkota.

14 Uzazigame gusa abakobwa, abana n’amatungo, n’ibindi byose biri muri uwo mugi bishobora gusahurwa, ubijyaneho iminyago. Uzarye ibyo wambuye abo babisha bawe, ibyo Uhoraho Imana yawe yaguhaye.

15 Azabe ari ko ugenza imigi ikuri kure cyane, itabarirwa mu migi y’ayo mahanga.

16 Ariko imigi y’ayo mahanga Uhoraho Imana yawe aguhayeho ubukonde, ni yo yonyine utazareka hagira ikintu kizima gihonoka.

17 Ahubwo uzatsembe rwose uwitwa Umuheti, Umuhemori, Umukanahani, Umuperezi, Umuhivi n’Umuyebuzi, uko Uhoraho Imana yawe yabigutegetse,

18 kugira ngo batazabigisha gukora amahano bajya bakora bashaka gushimisha imana zabo: mwaba mucumuriye Uhoraho Imana yanyu.

19 Numara igihe kirekire ugose umugi, ukarwanira kuwutsinda, ntuzabangure intorezo ngo utemagure ibiti bya bene wo, kuko imbuto zabyo ari zo zizagutunga: ntuzabiteme rero. None se igiti cyo mu murima na cyo ni umuntu, kugira ngo ube wakirwanya?

20 Icyakora ibiti uzi ko bitera imbuto ziribwa, byo uzabiteme ubisature, ubikuremo ibikoresho bigufasha kugota umugi murwana, kugeza igihe uwutsindiye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Ivugururamategeko 21

### Ikibazo cy’umuntu wishe undi ntamenyekane

1 Mu gihugu Uhoraho Imana yawe aguhaye ngo ukigarurire, nihaboneka intumbi y’umuntu wahotowe, ikaba igaramye ku gasozi batazi uwamwishe,

2 abakuru b’imiryango n’abacamanza bazasohoke bapime intera ziva aho iyo ntumbi iri, zikagera ku migi yose iyikikije;

3 ibyo bizatuma bamenya umugi urusha iyindi kuba bugufi bw’iyo ntumbi: abakuru bo muri uwo mugi bazazane inyana y’isugi batigeze bakoresha mu gukurura imizigo.

4 Abakuru b’uwo mugi bazamanure iyo nyana mu kabande karimo akagezi kadakama, ahantu hadahinze, hatari mu mbibe y’imyaka. Nibagera aho ngaho, bazayivunire ijosi muri ako kagezi.

5 Nuko abaherezabitambo bene Levi bazayegere, kuko ari bo Uhoraho Imana yawe yahisemo ngo bajye bakora imihango kandi batange umugisha mu izina ry’Uhoraho, n’ijambo bavuze akaba ari ryo rimara impaka zose n’urubanza rwose rwerekeye gukomeretsa umuntu.

6 Abakuru bose b’umugi urusha iyindi kuba hafi ya wa muntu wishwe bazakarabire amazi y’akagezi hejuru y’iyo nyana yavunwe ijosi,

7 bavuga bati «Ibiganza byacu si byo byamennye aya maraso, kandi n’amaso yacu ntiyamubonye apfa.

8 Uhoraho, babarira Israheli umuryango wawe wacunguye, kandi ntiwemere ko amaraso y’utacumuye amenekera muri Israheli umuryango wawe.» Ubwo rero bazaba bakijijwe inzigo y’amaraso.

9 Nawe kandi uzaba wihanaguyeho amaraso y’utacumuye yamenekeye hagati yanyu, kuko uzaba wakoze igitunganye imbere y’Uhoraho.

### Abakobwa b’ingaruzwamuheto

10 Nuhagurukira kurwana n’ababisha bawe, maze Uhoraho Imana yawe akabakurekurira, ukagira abo ujyana ari imbohe,

11 nuko muri izo ngaruzwamuheto ukabonamo umukobwa mwiza, ukamubenguka, ugashaka kumurongora,

12 uzamujyane iwawe mu nzu, maze yiyogosheshe umusatsi, ace inzara,

13 yiyambure imyenda yanyaganywe, agume mu nzu yawe, amaremo ukwezi kose aririra se na nyina; hanyuma uzamwegere umurongore, abe umugore wawe.

14 Uramutse ubonye ko atakikunogeye, uzamureke agende ajye aho ashaka; uramenye ntuzamugurishe cyangwa ngo umugirire nabi, kuko wari wamutunzeho umugore.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Uburenganzira bw'umuhungu w'imfura

15Umugabo nagira abagore babiri, umwe w'inkundwakazi n'undi w'intabwa, kandi bombi akabyarana na bo, ariko umuhungu w'imfura akaba uw'intabwa,

16icyo gihe najya kuraga ibintu abahungu be, ntazahe ubutware umuhungu w'inkundwakazi ngo amurenze imfura ye nyakuri yavutse ku mugore w'intabwa;

17ahubwo agomba kwemera imfura ye, wa muhungu wavutse ku mugore w'intabwa, akamuraga imigabane ibiri ku byo atunze byose: kuko uwo muhungu ari we yabimburiyeho kubyara, akaba rero akwiye guharirwa ubutware.

### Ku byerekeye umwana w'ikirara

18Umuntu nagira umuhungu w'ikirara n'ikigomeke, utazi kumvira se na nyina, maze n'aho bamuhana kangahe akanga akaba intumva,

19se na nyina bazamufate, bamushyire abakuru b'umugi wabo ku irembo ryawo.

20Bazabwire abo bakuru b'umugi wabo bati «Uyu mwana wacu mureba ni ikirara n'ikigomeke, yanga kutwumvira; ni umunyangeso mbi n'umusinzi!»

21Abagabo bo mu mugi bose bazamutere amabuye, maze apfe. Muzakure ishyano hagati yanyu; Abayisraheli bose bazumva iyo nkuru, maze batinye.

### Ku byerekeye intumbi y'umuntu wanyonzwe

22Umuntu nakora icyaha, agacirwa urwo gupfa, maze ukamwica umumanitse ku giti,

23intumbi ye ntizarare imanitse ku giti; ugomba kumuhamba uwo munsi, kuko umuntu umanitse ku giti ari umuvumo w'Imana. Bityo, ntuzahumanye ubutaka bwawe Uhoraho Imana yawe aguhayeho ubukonde.

## Ivugururamategeko 22

### Kubaha umutungo w'abandi

1Nubona inka cyangwa intama y'umuvandimwe wawe yangara, ntuzirengagize ngo ubure kuyigarurira umuvandimwe wawe.

2Niba uwo muvandimwe adatuye hafi y'iwawe cyangwa se utamuzi, uzacyure iryo tungo mu rugo rwawe, rigume iwawe kugeza igihe umuvandimwe wawe azaza kurishaka. Ubwo rero uzarimusubize.

3Uzagenze utyo no ku ndogobe ye, uzagenze utyo no ku mwambaro we, uzagenze utyo mbese ku kintu cyose umuvandimwe wawe azaba yatakaje, maze wowe ukagitoragura: uramenye ntuzirengagize.

4Nubona indogobe y'umuvandimwe wawe cyangwa inka ye yagandaye ku nzira, ntuzirengagize, ngo ubure gufasha umuvandimwe wawe kuyigandura.

### Andi mabwiriza

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Umugore ntakambare imyambaro y'abagabo; n'umugabo ntakambare imyambaro y'abagore; kuko ukora atyo wese aba abaye ishyano Uhoraho Imana yawe yanga urunuka.

6Nusanga ku nzira yawe hari icyari cy'inyoni kirimo utwana cyangwa amagi, cyaba mu giti cyangwa se ku butaka, nyina ibundikiye utwo twana cyangwa ayo magi, ntuzatware nyina n'utwana twayo.

7Uzareke nyina yigurukire, uduswi twayo abe ari two utwara. Bityo uzagira umugisha n'ubugingo burambye.

8Niwubaka inzu nshya, uzazengurutse ku musozo wayo umuguno urinda umuntu kugwa: ntuzatume inzu yawe ibazwa amaraso yameneka igihe umuntu azaba ahanutse hejuru yayo.

9Ntuzagire indi mbuto utera mu murima wawe w'imizabibu; naho ubundi, ari iyo mbuto wabibyemo, ari n'umusaruro w'imizabibu, byose byahinduka umuziro.

10Ntuzahingishe ikimasa n'indogobe biziritse ku mugogo umwe.

11Ntuzambare umwenda ubohesheje ubwoya bw'intama buvanze n'imigwegwe.

12Uzatere inshunda ku misozo y'impande enye z'umwenda wambara.

### Ibibazo byerekeye ubusambanyi

13Umuntu narongora umugore, akaryamana na we, hanyuma akamubenga,

14agatangira kumurega ko yiyandaritse, akamutera urubwa avuga ngo «Uyu mugore naramurongoye, mwegereye nsanga atakiri isugi»,

15icyo gihe se na nyina b'uwo mugore w'ikirongore bazatware ibimenyetso by'ubusugi bwe, babyereke abakuru b'umugi wabo bicaye ku irembo ryawo.

16Se w'uwo mukobwa azabwire abakuru, ati «Uyu mukobwa ni uwanjye; namushyingiye uyu mugabo, none yamubenze.

17Kandi dore aramurega ko ngo yiyandaritse, avuga ngo 'Umukobwa wawe ntakiri isugi!» Nuko bazarambure uwo mwenda imbere y'abakuru b'umugi.

18Abakuru b'uwo mugi bazafate wa mugabo, bamuhane bikomeye.

19Bazamuce icyiru cya sikeli ijana z'ifeza bazihe se w'umukobwa, kuko uwo mugabo yateye urubwa umwari wo mu Bayisraheli. Agomba kumugira umugore, kandi ntashobora kumusenda kugeza igihe azapfira.

20Ariko icyo kirego kiramutse kibaye impamo, bagasanga uwo mukobwa yararongowe atakiri isugi,

21bazamusohore bamusubize kwa se, maze abantu bo mu mugi wabo bazamutere amabuye kugeza igihe apfiriye, kuko yakoze ikizira mu Bayisraheli igihe yemera


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kubera indaya mu rugo rwa se. Muzakure ishyano hagati yanyu.

22Umuntu nafatwa asambana n'umugore ufite umugabo, bombi bazabice: uwo mugabo wasambanyije umugore, n'umugore ubwe. Uzakure ishyano muri Israheli.

23Umukobwa w'isugi nasabwa n'umugabo, maze undi mugabo akabonanira na we mu mugi wabo, bakaryamana,

24bombi muzabajyane ku irembo ry'uwo mugi, mubatere amabuye kugeza igihe bapfiriye! Umukobwa azire ko yari mu mugi wabo, nyamara ntatabaze; n'umugabo azire ko yononnye umugeni wa mugenzi we. Muzakure ishyano hagati yanyu.

25Ariko niba umugabo ahuriye mu gasozi n'umukobwa usabwa, akamufatira yo, akamusambanya, umugabo wamusambanyije azabe ari we wicwa wenyine;

26naho umukobwa, ntuzagire icyo umutwara, kuko atakoze icyaha gikwiriye kumwicisha. Ibyo bimeze nk'uko umuntu yakubikira mugenzi we, akamwica:

27wenda uwo mugabo yamusanze mu gasozi, umukobwa arataka, ntihagira uza kumutabara!

28Umugabo nahura n'umukobwa utarasabwa, akamufata, akamusambanya, bagafatwa,

29icyo gihe uwo mugabo wasambanyije umukobwa azahongera se amasikeli mirongo itanu y'ifeza; kandi kubera ko azaba yamwononnye, agomba kumugira umugore we, ntashobora no kuzamusenda kugeza igihe azapfira.

## Ivugururamategeko 23

1Ntihazagire umuntu winjira muka se; ntazamworosoreho ikinyita cy'umwenda se yamworoshe.

### Abantu bagomba guhezwa mu ikoraniro ritagatifu

2Umuntu wamenetse amabya, kimwe n'uwashahuwe ntibakemererwe kujya mu ikoraniro ry'Uhoraho.

3Umuntu w'icyimanyi ntazemererwe kujya mu ikoraniro ry'Uhoraho; ndetse n'abazamukomokaho mu gisekuru cya cumi, ntibazemererwe kujya mu ikoraniro ry'Uhoraho.

4Umuhamoni cyangwa Umumowabu ntibazemererwe na rimwe kujya mu ikoraniro ry'Uhoraho; ndetse n'ababakomokaho mu gisekuru cya cumi, ntibazemererwe kujya mu ikoraniro ry'Uhoraho;

5kuko batabasanganije ibyo kurya n'amazi igihe mwari mu rugendo mwimuka mu Misiri, ndetse Mowabu yo ikagurira Balamu mwene Bewori, w'i Petori muri Aramu-Naharayimu, kugira ngo akuvume.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6 Ariko Uhoraho Imana yawe yanze kumvira Balamu, ahubwo umuvumo we Uhoraho
Imana yawe awuguhinduriramo umugisha, kuko Uhoraho Imana yawe agukunda.

7 Ingoma ibihumbi ntuzabashakire ubukire n'ihirwe igihe cyose ufite kubaho.

8 Ntuzange urunuka Umunyedomu, kuko ari mwene wanyu; ntuzange urunuka
Umunyamisiri, kuko wabaye umusuhuke mu gihugu cye.

9 Ababakomokaho nyuma y'igisekuru cya gatatu bazemererwe kujya mu ikoraniro
ry'Uhoraho.

10 Nuca ingando uteye ababisha bawe, uzirinde ikibi cyose.

11 Muri mwe nihaba umugabo wahumanyijwe n'uko yisohoreyeho nijoro asinziriye,
azasohoke mu ngando, yoye kuyigarukamo:

12 nibujya kwira aziyuhagire, maze izuba nirirenga asubire mu ngando.

13 Uzagire ahantu hikinze hatari mu ngando, abe ari ho wituma.

14 Mu bintu byawe, uzabe ufitemo n'igihosho, maze nujya hanze kwituma, ugicukuze
umwobo, nyuma uze gutwikira imyanda yawe.

15 Koko rero Uhoraho Imana yawe ubhwe agendagenda mu ngando yawe, kugira ngo
akurinde kandi akurekurire ababisha bawe. Ni cyo gituma ingando yawe ari ahantu
hatagatifu; ntibikwiye rero ko Uhoraho ayibonamo ikintu cyamutera ishozi: naho
ubundi, yareka kujyana nawe.

### Kurengera umucakara watorotse shebuja

16 Nihagira umucakara ucika shebuja, agahungira iwawe, ntuzamumusubize;

17 azagumane nawe, abe iwanyu, aho azatoranya muri umwe mu migi yanyu, kugira
ngo amererwe neza. Ntuzashake kumurya imitsi.

### Kudashyigikira indaya

18 Mu bakobwa b'Abayisraheli ntihazabeho indaya zigenewe gukorera ibigirwamana,
no mu bahungu b'Abayisraheli ntihazabeho indaya zigenewe gukorera
ibigirwamana.

19 Mu Ngoro y'Uhoraho Imana yawe, ntuzajyanemo amaronko y'umukobwa w'indaya
cyangwa igihembo cy'uwo muhungu w'inyana y'imbwa, ngo ubitangeho ituro
ry'uguhigura; kuko bombi ari amahano Uhoraho yanga urunuka.

### Inguzanyo

20 Ntuzagire icyo uguriza umuvandimwe wawe ngo umwake n'inyungu: cyaba ifeza,
cyaba ibiribwa, cyangwa se ikindi kintu cyose cyashobora gushakwaho inyungu.

21 Umunyamahanga we, uzamugurize umutezeho inyungu; ariko umuvandimwe
wawe ntuzamwake inyungu, kugira ngo Uhoraho Imana yawe azaguhere umugisha

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mu mirimo uzakorera mu gihugu ugiye kwinjiramo ngo ukigarurire.

### Imihigo igiriwe Uhoraho

22Nugirira umuhigo Uhoraho Imana yawe, ntuzatinde kuwuhigura; naho ubundi Uhoraho Imana yawe ntiyabura kuwukuryoza, bikagukururira icyaha.

23Ariko niwirinda kugira imihigo, ntibizagukururira icyaha.

24Ijambo rikuvuye mu kanwa, jya ushishikarira kurishyira mu bikorwa, ukurikije umuhigo wagiriye Uhoraho Imana yawe ku bwende, ukawivugira ubwawe.

### Imirima y'undi

25Nujya mu murima w'imizabibu w'umuturanyi wawe, wemerewe kurya imbuto z'imizabibu uko ushaka, ugashira ipfa; ariko uramenye ntuzasorome ibyo utwara.

26Nujya mu murima weze w'umuturanyi wawe, ushobora gucamo amahundo n'intoki ; ariko ntuzageze aho gufata umuhoro ngo ukarare imyaka y'umuturanyi wawe.

## Ivugururamategeko 24

### Gusenda umugore

1Umuntu nashaka umugore, akamurongora, nyuma yamubonaho inenge akareka kumukunda, akamwandikira urwandiko rwo kumusenda, akarumuhereza amwirukana mu rugo rwe,

2uwo mugore akamuvira mu rugo akagenda, hanyuma agacyurwa n'undi mugabo,

3niba uwo mugabo na we ageze aho akamuhararukwa, akamwandikira urwandiko rwo kumusenda, akarumuhereza amwirukana mu rugo rwe, cyangwa se uwo mugabo wari waramusumbakaje agapfa,

4icyo gihe umugabo we wa mbere, wa wundi wabanje kumusenda, ntazamusubirane ngo amugire umugore, amaze kwihumanya atyo; kuko ibyo ari amahano mu maso y'Uhoraho. Uramenye ntuzagushe mu cyaha igihugu Uhoraho Imana yawe aguhayeho ubukonde.

### Gusonera umuntu ukirongora

5Umugabo naba arongoye vuba, ntazatabare, kandi ntihazagire uza iwe kumubuza uburyo; azamare umwaka umwe yibereye iwe, ari nta cyo abazwa, maze anezereze umugore yarongoye.

### Ibyerekeye ingwate, ubushimusi, no kubemba

6Ntihakagire umuntu utwara urusyo cyangwa ingasire ho ingwate, kuko byaba ari ukugwatira ubugingo bw'undi.

7Nihagira umuntu ushimuta umwe mu bavandimwe be b'Abayisraheli akamujyana,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

akamugira umucakara cyangwa akamugurisha, bene uwo mushimusi agomba kwicwa. Muzakure ishyano hagati yanyu.

8Uzirinde indwara z'ibibembe, witondera kureba neza no gukurikiza ibyo abaherezabitambo b'Abalevi bazabigisha byose. Muzitondere gukora mukurikije amabwiriza nabahaye.

9Ibuka uko Uhoraho Imana yawe yagenjereje Miriyamu igihe mwari ku rugendo muva mu Misiri.

10Nuramuka ugize ikintu uguriza mugenzi wawe, ntuzinjire mu nzu ye, ngo umutware ingwate yacyo.

11Uzahagarare hanze, maze uwo muntu ugurije agusangishe iyo ngwate hanze.

12Kandi niba asanzwe ari umuntu usuzuguritse, ntuzaryame utamushubije iyo ngwate ye;

13ugomba kuyimusubiza izuba rikirenga. Azaryama muri uwo mwambaro we, agusabire umugisha; ibyo bizatuma witwa intungane imbere y'Uhoraho Imana yawe.

### Kubaha umupagasi

14Ntuzanyunyuze imitsi umupagasi usuzuguritse kandi ukennye, yaba uwo mu bavandimwe bawe cyangwa se uwo mu basuhuke b'abanyamahanga batuye mu gihugu cyawe, mu migi yawe.

15Uzajye umuha igihembo cye buri munsi akoze; izuba ntirikarenge utamwishyuye, kuko ari umukene, akaba arekereje kubona uwo mushahara. Ntazagombe gutakira Uhoraho akurega: byagukururira icyaha.

### Uwakoze icyaha ni we ugihanirwa

16Ababyeyi ntibazicwe bazira ibyo abana babo bakoze, n'abana ntibazicwe bazira ibyakozwe n'ababyeyi babo; buri muntu azicwe azira icyaha yakoze ubwe.

### Amategeko arengera abanyamaboko make

17Ntuzapfukirane uburenganzira bw'umusuhuke cyangwa ubw'impfubyi. Ntuzatwareho ingwate umwambaro w'umupfakazi.

18Uzibuke ko nawe wabaye umucakara mu Misiri, maze Uhoraho Imana yawe akagucungura, akagukurayo. Ni cyo gituma ngutegetse gukurikiza ibyo maze kuvuga.

19Nusarura umurima wawe, ukibagirirwa mu murima umuganda w'amahundo, ntuzasubireyo kuwutwara; uzabe uw'umusuhuke, cyangwa impfubyi, cyangwa umupfakazi, maze Uhoraho Imana yawe aguhere umugisha mu byo ukora byose.

20Nucugusa igiti cy'umuzeti ukagusha imbuto zeze, ntuzagaruke gusoroma bwa kabiri; izisigaye zizabe iz'umusuhuke cyangwa impfubyi, cyangwa umupfakazi.


© 2012, Bible Society of Rwanda.

21Nusoroma imbuto z'umuzabibu wawe, ntuzasubiremo guhumba; izisigaye zizabe iz'umusuhuke cyangwa impfubyi cyangwa umupfakazi.

22Ujye wibuka ko nawe wabaye umucakara mu gihugu cya Misiri; ni cyo gituma ngutegeka gukurikiza ibyo maze kuvuga.

## Ivugururamategeko 25

### Ubutabera mu bucamanza

1Abantu nibagira icyo bapfa, bazajye mu rukiko, babacire urubanza: uri mu kuri azabe ari we bavuga ko atsinze, uri mu cyaha abe ari we bavuga ko atsinzwe.

2Nibasanga nyir'icyaha akwiye gukubitwa ibiboko, umucamanza azamuryamishe ku butaka, ategeke ko bamukubitira imbere ye ibiboko bihwanye n'icyaha cye.

3Bazamukubite ibiboko mirongo ine; ntibazarenzeho, kugira ngo igihe bamukubita ibiboko byinshi batamutonyagura bikabije, maze umuvandimwe wawe akahavana ubusembwa uhora urora.

### Inka

4Ntuzahambire umunwa w'inka iri ku kazi ko guhonyora ingano.

### Itegeko ryo guhungura umugore

5Abavandimwe niba batuye hamwe, umwe muri bo akaza gupfa atarabyara akana k'agahungu, umugore wa nyakwigendera ntazashake umugabo utari uwo muri uwo muryango; ahubwo umugabo wabo azamusange amuhungure, amugire umugore we.

6Umuhungu uwo mugore azabyara bwa mbere ni we uzakomeza izina rya wa muvandimwe wapfuye, bityo izina rye ryoye kwibagirana mu Bayisraheli.

7Uwo mugabo nadakunda guhungura umugore wabo, uwo mugore azajye ku irembo ry'umugi, asange abakuru, abaregere avuga ati «Umugabo wacu yanze ko izina rya mwene se riramba mu Bayisraheli, yanze kunkorera icyo ashinzwe.»

8Abakuru b'umugi wabo bazamuhamagaze, bavugane na we. Azaze ahagarare aho ngaho, maze avuge ati «Sinshaka kumuhungura.»

9Umugore yagombaga guhungura azamwegere, aho ari imbere y'abo bakuru, amwambure urukweto, amucire mu maso, hanyuma aterure avuga ati «Nguko uko bagenzereza umuntu wanze gucikura urugo rwa mwene se!»

10Nuko mu Bayisraheli bazajye bamwita «Nyakwamburwurukweto».

### Igihano cy'umugore ushira isoni

11Umugabo n'umuvandimwe we nibaramuka basingiranye bakarwana, maze umugore w'umwe muri bo akaza gutabara umugabo we ukubitwa n'undi, agasodotsa intoki, agasingira uwo mubisha iwabo w'abantu, akamukama,

12uzace ikiganza cy'uwo mugore. Ntuzamugirire ibambe!

### Kudahendana mu bucuruzi

13Ntuzagire mu isaho yawe ibipimisho bibiri bidahwanye, ikiremereye n'ikitaremereye.

14Ntukagire mu nzu yawe ibyibo by'urugero rumwe biciye ukubiri, ikinini n'igito.

15Ahubwo igipimisho cy'uburemere uzahorana kizabe cyuzuye kandi kitabeshya, n'icyibo ugeresha incuro kizabe cyuzuye kandi kitabeshya, kugira ngo iminsi y'ukubaho kwawe izarambe mu gihugu Uhoraho Imana yawe aguhaye.

16Koko rero abakora ibintu nka biriya bose, abakora ibinyuranye n'ubutabera bose, baba ari ishyano Uhoraho Imana yawe yanga urunuka.

### Amaleki ni umwanzi karande

17Jya wibuka ibyo Amaleki yakugiriye mu rugendo, igihe mwimukaga mu Misiri:

18yaje kugutegera mu nzira, aguca inyuma, maze atsemba abari bagikururuka inyuma bose; igihe wari wishwe n'umunaniro kandi waguye isari, ntiyatinye Imana.

19Ni cyo gituma Uhoraho Imana yawe namara kuguha kuruhuka, agukijije abanzi bawe bose bakugose, mu gihugu Uhoraho Imana yawe aguhayeho ubukonde ngo ukigarurire, uzazimangatanya Amaleki, ikibagirana mu nsi y'ijuru. Uramenye ntuzabyibagirwe!

## Ivugururamategeko 26

### Ibyerekeye umuganura no kwiyibutsa Iyimukamisiri

1Numara kugera mu gihugu Uhoraho Imana yawe aguhayeho ubukonde, ukakigarurira ukagituramo,

2uzagerure incuro ku muganura w'imyaka yose wejeje mu butaka bwawe, imyaka uzasarura mu gihugu Uhoraho Imana yawe aguhaye. Ubishyire mu cyibo, maze ujye ahantu Uhoraho Imana yawe azaba yihitiyemo kugira ngo ahatuze Izina rye.

3Uzagende usange umuherezabitambo uzaba utahiwe muri icyo gihe, umubwire uti «Uyu munsi ndamenyesha Uhoraho Imana yawe yuko nageze mu gihugu Uhoraho yarahiye abasogokuruza bacu ko azakiduha.»

4Umuherezabitambo azakwakira cya cyibo, agitereke hasi imbere y'urutambiro rw'Uhoraho Imana yawe.

5Nuko uvugire imbere y'Uhoraho Imana yawe, uti «Sogokuruza yari Umwaramu wagendaga yangara, asuhukira mu Misiri; aba yo ari umusuhuke, ari hamwe n'abantu bake cyane bari bamuherekeje. Arahororokera, aba imbaga ikomeye, ifite amaboko kandi itubutse.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6Ariko Abanyamisiri batugiriye nabi, baduhindura abatindi, banadukoresha ku gahato imirimo y'ubucakara iruhanyije.

7Nuko dutakira Uhoraho Imana y'abasokuruza bacu. Uhoraho na we yumva imiborogo yacu; areba ukuntu twari indushyi, turi mu kaga, kandi tunashikamiwe.

8Maze Uhoraho adukuza mu Misiri imbaraga n'umurego by'ukuboko kwe; abigira kandi agaragaza ibikorwa bikanganye, n'ibimenyetso n'ibitangaza.

9Atugeza aha hantu, aduha iki gihugu ari igihugu gitemba amata n'ubuki.

10None dore nzanye umuganura w'ibyeze mu butaka wampaye, wowe Uhoraho.» Uzabitereke hasi imbere y'Uhoraho Imana yawe, wuname imbere y'Uhoraho Imana yawe;

11maze wishimire ibyiza byose Uhoraho Imana yawe yaguhaye ku buntu wowe n'urugo rwawe, ubigire ufatanyije n'Umulevi n'umusuhuke w'umunyamahanga mubana.

### Gutanga ituro ry'icya cumi uko imyaka itatu ishize

12Mu mwaka wa gatatu, ari na wo mwaka wo gutanga icya cumi cy'umutungo, numara kugerura icya cumi ku byo wejeje byose no kugihaho Umulevi, umusuhuke w'umunyamahanga, imfubyi n'umupfakazi bari mu migi yawe, bakarya bagahaga,

13icyo gihe uzavugire imbere y'Uhoraho Imana yawe aya magambo uti «Nakuye mu nzu yanjye umugabane wagenewe guturwa, nywuhaho Umulevi, umusuhuke w'umunyamahanga, imfubyi n'umupfakazi, nkurikije amategeko yawe yose wampaye, ntagize itegeko ryawe na rimwe nica nkana cyangwa nibagirwa.

14Nta cyo nigeze ndya kuri uwo mugabane ndi mu cyunamo, nta cyo nakuyeho ndi umuhumane, nta cyo nahayeho abazimu. Rwose numviye Uhoraho Imana yanjye, ngenza uko amabwiriza yose wampaye abivuga.

15None rero, wowe utuye mu ijuru, mu Ngoro ntagatifu, unama witegereze, maze uhe umugisha umuryango wawe, kimwe n'ubutaka waduhaye ari igihugu gitemba amata n'ubuki, nk'uko wabirahiriye abasokuruza bacu.»

16Uyu munsi Uhoraho Imana yawe akubwirije gukurikiza ayo mategeko n'iyo migenzo: ujye ubyitaho, ubikurikize n'umutima wawe wose n'amagara yawe yose.

17Uyu munsi, dore watumye Uhoraho avuga yeruye ko azakubera Imana, ariko nawe ugakurikiza inzira ze wita ku mategeko ye n'amabwiriza ye n'imigenzo ye, mbese ukajya wumvira ijwi rye.

18Uyu munsi kandi, Uhoraho na we yatumye uvuga weruye ko uzamubera umuryango w'ubukonde yihariye, nk'uko yabigusezeranyije, kandi ko uzakomeza amategeko ye yose.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

19Icyo gihe rero azagukuza, agusumbishe ayandi mahanga yaremye yose, uyarushe icyubahiro, n'ubwamamare n'ishema; bityo ubere Uhoraho Imana yawe umuryango mutagatifu, nk'uko yabigusezeranyije.

## Ivugururamategeko 27

### UKO ABAYISRAHELI BAZIBUKA ISEZERANOBAGIRANYE N'UHORAHO

#### Ibirori by'Isezerano ry'Uhoraho

1Musa ari hamwe n'abakuru b'imiryango y'Abayisraheli, aha rubanda aya mabwiriza, ati «Mwite ku mategeko yose mbashyikirije uyu munsi.

2Umunsi muzambuka Yorudani mujya mu gihugu Uhoraho Imana yawe aguhaye, uzashake amabuye manini uyashinge, maze uyasige ingwa.

3Uzayandikeho amagambo yose y'iri Tegeko, igihe uzaba umaze kwambuka. Nuko uzinjire mu gihugu Uhoraho Imana yawe aguhaye, igihugu gitemba amata n'ubuki, nk'uko Uhoraho Imana y'abasokuruza bawe yagusezeranyije.

4Nimumara rero kwambuka Yorudani, muzashinge ku musozi wa Ebali ayo mabuye mukurikije amabwiriza mbahaye none, kandi muyasige ingwa.

5Aho hantu uzahubake urutambiro rw'Uhoraho Imana yawe, urutambiro rwubakishije amabuye adaconzwe n'icyuma;

6uzubakishe urutambiro rw'Uhoraho Imana yawe amabuye adaconze; aho ni ho uzaturira Uhoraho Imana yawe ibitambo bitwikwa.

7Uzahaturire n'ibitambo by'ubuhoro, uharire, maze wishimire imbere y'Uhoraho Imana yawe.

8Uzandike kuri ayo mabuye amagambo yose y'iri Tegeko, uyandike ku buryo asomeka neza.»

9Hanyuma Musa, ari kumwe n'abaherezabitambo b'Abalevi, abwira Abayisraheli bose, ati «Bayisraheli, nimuceceke mwumve! Uyu munsi Uhoraho Imana yawe yakugize umuryango we.

10Uzajye wumvira ijwi ry'Uhoraho Imana yawe, ukurikize amategeko ye n'amabwiriza ye ngushyikirije uyu munsi.»

11Uwo munsi nyine, Musa aha rubanda aya mabwiriza, ati

12«Dore abazahagarara ku musozi wa Garizimu kugira ngo basabire umugisha rubanda, nimumara kwambuka Yorudani: ni abo mu nzu ya Simewoni, Levi, Yuda, Isakari, Yozefu na Benyamini.

13Dore n'abazahagarara ku musozi wa Ebali kugira ngo basabe umuvumo: ni abo mu


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nzu ya Rubeni, Gadi, Asheri, Zabuloni, Dani na Nefutali.

### Imivumo cumi n'ibiri

14Abalevi bazavuge mu ijwi rirenga babwira Abayisraheli bose bati

15«Arabe ikivume umuntu wese uzarema ikigirwamana mu ishusho ribajwe cyangwa rishongeshejwe, — ishyano Uhoraho yanga urunuka, ikintu gikozwe n'umuhanga wabyo — maze akacyimika rwihishwa!» Nuko imbaga yose izasubize iti «Amen ».

16«Arabe ikivume uzasuzugura se cyangwa nyina!» Nuko imbaga yose izasubize iti «Amen».

17«Arabe ikivume uzimura imbago z'isambu y'umuturanyi!» Nuko imbaga yose izasubize iti «Amen».

18«Arabe ikivume uzayobya impumyi inzira!» Nuko imbaga yose izasubize iti «Amen».

19«Arabe ikivume uzagoreka urubanza rw'umusuhuke w'umunyamahanga, cyangwa urw'imfubyi, cyangwa urw'umupfakazi!» Nuko imbaga yose izasubize iti «Amen».

20«Arabe ikivume uzasambana na muka se, kuko azaba amworosoyeho umwenda yoroshwe na se!» Nuko imbaga yose izasubize iti «Amen».

21«Arabe ikivume uzasambanya inyamaswa!» Nuko imbaga yose izasubize iti «Amen».

22«Arabe ikivume uzasambana na mushiki we, yaba uwo basangiye se cyangwa yaba uwo basangiye nyina!» Nuko imbaga yose izasubize iti «Amen».

23«Arabe ikivume uzasambana na nyirabukwe!» Nuko imbaga yose izasubize iti «Amen».

24«Arabe ikivume umuntu uzica mugenzi we rwihishwa!» Nuko imbaga yose izasubize iti «Amen».

25«Arabe ikivume uzemera ruswa kugira ngo yice umuntu utacumuye!» Nuko imbaga yose izasubize iti «Amen».

26«Arabe ikivume utazubahiriza amagambo y'iri Tegeko ngo ayakurikize!» Nuko imbaga yose izasubize iti «Amen».

## Ivugururamategeko 28

### Aho umugisha uzaturuka

1Niwumvira koko ijwi ry'Uhoraho Imana yawe, wihatira gukurikiza amategeko yose ngushyikirije uyu munsi, Uhoraho Imana yawe azagusumbisha amahanga yose ari mu gihugu;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2 kandi dore imigisha yose izakumanukiraho, iguhame, mu rugero uzaba wumviye ijwi ry'Uhoraho Imana yawe.

3 Uzagirira umugisha mu mugi, uzagirira umugisha no mu gasozi.

4 Umugisha uzaze ku bana bawe, ku myaka yo mu mirima yawe, ku matungo yawe, ku nka zawe zihaka no ku ntama zawe zonsa.

5 Umugisha uzaza mu kigega cyawe no mu nkono uvugiramo umutsima.

6 Uzagira umugisha igihe ugenda n'igihe ugaruka.

7 Abanzi nibahagurukira kugutera, Uhoraho azatuma batsindirwa imbere yawe; bazaza inzira imwe baguteye, baguhunge baciye inzira ndwi zinyuranye.

8 Uhoraho azategeka ko umugisha ukubaho, ari mu bigega byawe, ari no mu byo ukora byose, kandi azaguhera umugisha mu gihugu Uhoraho Imana yawe aguhaye.

9 Uhoraho azakugira umuryango umweguriwe, nk'uko yabikurahiye, mu rugero uzaba witaye ku mategeko y'Uhoraho Imana yawe, maze ukagenda mu nzira akuyobora.

10 Amahanga yose ari ku isi azabona yuko witirirwa izina ry'Uhoraho, maze agutinye.

11 Uhoraho azaguha guhirwa, akugwirize abana, amatungo n'imyaka mu mirima, mu gihugu Uhoraho yarahiye abasokuruza bawe yuko azakiguha.

12 Uhoraho azagukingurira ibigega bitangaje by'amazi yo mu ijuru rye, maze agushirize imvura igihe cyayo mu gihugu cyawe, ahe umugisha imirimo y'amaboko yawe. Uzajya uguriza amahanga menshi, ariko wowe ntuzakenera kuguza.

13 Uhoraho azagushyira mu mwanya wa mbere, ntazagushyira mu mwanya wa nyuma; uzahora ujya ejuru nta gusubira hasi, kubera ko uzaba wumviye amategeko y'Uhoraho Imana yawe ngushyikirije uyu munsi kugira ngo uyiteho kandi uyakurikize;

14 bityo ukirinda gutanira iburyo cyangwa ibumoso bw'inzira zose ngutegetse uyu munsi, kandi ntiwigere wohoka inyuma y'imana zindi kugira ngo uzikorere.

### Aho ibyago bizaturuka

15 Ariko nutumvira ijwi ry'Uhoraho Imana yawe, ngo wihatire gukurikiza amategeko ye yose n'amabwiriza ngushyikirije uyu munsi, dore imivumo yose izakuzaho, ikaguhama:

16 Uzaba ikivume mu mugi, ube ikivume no mu gasozi.

17 Umuvumo uzaza mu kigega cyawe no mu nkono uvugiramo umutsima.

18 Umuvumo uzaza mu bana bawe, mu myaka yo mu mirima yawe, mu nka zawe zihaka no mu ntama zawe zonsa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

19Uzaba ikivume igihe ugenda n'igihe ugaruka.

20Uhoraho azakohereza umuvumo, ibintu bikura umutima n'ibyago, mu byo uzagerageza gukora byose, kugeza igihe urimbukiye ukazima ako kanya, ku mpamvu y'ibibi uzaba wakoze igihe uncikaho.

21Uhoraho azaguteza indwara y'icyorezo izashyira ikaguhitana, ikagutsemba mu gihugu ugiye kwinjiramo ngo ukigarurire.

22Uhoraho azaguteza kuma uhagaze, ubuganga, ubupfurute, uburibwe, amapfa, ubugwangare na kagungu; bizagukurikirane kugeza igihe uzimiye.

23Ijuru ryo hejuru y'umutwe wawe rizahinduka umuringa, ubutaka uhagazeho buhinduke ubutare.

24Aho kugusha imvura mu gihugu cyawe, Uhoraho azagusha umukungugu n'umucanga: bizacunshumuke mu ijuru bikugweho, kugeza igihe urimbukiye.

25Uhoraho azatuma uneshwa n'ababisha bawe musakiranye: uzaza inzira imwe ubateye, ubahunge uciye inzira ndwi zinyuranye. Ingoma zose zigize icyo gihugu zizakwinuka, ziguhe akato.

26Intumbi yawe izaba inyama z'ibisiga byose byo mu kirere, iribwe n'inyamaswa ziri mu gihugu, habure umuntu uza kuzitesha.

27Uhoraho azaguteza ibishyute, nka bya bindi byo mu Misiri; kimwe n'amasazi, n'ubuheri, n'uburyaryate utazigera ukira.

28Uhoraho azaguteza ibisazi, n'ubuhumyi n'ubuhungetwe.

29Ku manywa y'ihangu, uzagenda ushakisha inzira nk'impumyi mu mwijima, unanirwe kugira icyo ugeraho; uzahora uri umuntu unyunyuzwa imitsi gusa kandi unyagwa ibye, habure uza kukurengera.

30Uzisabira umugeni, arongorwe n'undi; uziyubakira inzu, woye kuyitahamo; uziterera umuzabibu, woye kurya imbuto zawo zeze mbere.

31Inka yawe izabagirwa mu maso yawe, woye kuyiryaho; indogobe yawe izanyagwa ubireba, woye kuyisubizwa; intama zawe zizagabizwa abanzi bawe, habure uza kukurengera.

32Abahungu bawe n'abakobwa bawe bazagabizwa undi muryango, amaso yawe ahere mu kirere, ananizwe no kubashakisha buri munsi, nyamara ari nta cyo ushobora kubikoraho na busa.

33Imyaka yo ku butaka bwawe n'ibindi bikuvuye mu maboko byose bizaribwa n'undi muryango utazi, nuko uzahore uri umuntu unyunyuzwa imitsi kandi ushikamiwe iteka.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

34Amaherezo uzasazwa n'ibyo amaso yawe azibonera.

35Uhoraho azaguteza kurwara imisozi ku maguru no mu bibero, woye kuyikira: ndetse azabiguteza guhera mu bworo bw'ikirenge bigere mu gitwariro.

36Wowe n'umwami uziyimikira, Uhoraho azabajyana mu ihanga mutigeze mumenya, wowe n'abasokuruza bawe, maze nuhagera ukorere imana zindi zakozwe mu biti cyangwa amabuye!

37Mu mahanga yose Uhoraho azakwimuriramo, uzahinduka akarorero, ube iciro ry'imigani, n'urwo baseka.

38Uzabiba imbuto nyinshi mu mirima, ariko usarure bike cyane, kubera ko inzige zizabyona byose.

39Uzatera imizabibu uyihingire, ariko ntuzanywa divayi yayo; ndetse ari byo ntuziyumya ujya gusoroma imbuto zayo, kuko udusimba tuzarya byose.

40Uzagira ibiti by'imizeti mu gihugu cyawe cyose, ariko ntuzabona utuvuta two kwisiga, kuko imizeti yawe izahungura imiteja ikaragarika.

41Uzabyara abahungu n'abakobwa, ariko ntuzabagumana, kuko bazajyanwa ari ingaruzwamuheto.

42Ibiti byawe byose n'imyaka yo ku butaka bwawe, inzige zizabyigabiza.

43Umusuhuke w'umunyamahanga uba muri mwe azagenda akurusha gukira, naho wowe ugende urushaho gutindahara.

44Ni we uzajya akuguriza, wowe ubure icyo umuguriza; azagumana umwanya wa mbere, wowe uhere mu mwanya wa nyuma.

45Iyo mivumo yose izakuzaho, igukurikirane iguhame, kugeza igihe uzarimbukira, kubera ko uzaba utumviye ijwi ry'Uhoraho Imana yawe, ngo wite ku mategeko ye n'amabwiriza yaguhaye.

46Iyo mivumo izakugwaho ibe ikimenyetso n'igitangaza, byanditse kuri wowe no ku bagukomokaho uko ibihe bigenda bisimburana.

### Icyago cy'intambara n'ijyanwabunyago

47Kubera ko uzaba utarakoreye Uhoraho Imana yawe ufite umutima wishimye kandi unezerewe igihe wari utunze ibintu byose,

48uzakorera abanzi Uhoraho azaguteza, wicwe n'inzara n'inyota, wambare ubusa, ubure ibyo ukeneye byose. Azagereka ku bitugu byawe umutwaro w'urutare kugeza igihe akurimburiye.

49Uhoraho azaguteza ihanga riturutse kure cyane, ku mpera z'isi, rize riguruka nk'ikizu: rizaza ari ihanga rivuga ntiwumve,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

50 ihanga rifite amatwara y'urugomo, ritubaha umusaza, ntirigirire umwana imbabazi.

51 Rizarya amatungo yawe, n'imyaka yo ku butaka bwawe, kugeza igihe uzarimbukira; nta cyo rizagusigira ku myaka yawe y'impeke cyangwa kuri divayi yawe nshya, cyangwa ku mavuta yawe y'imizeti, cyangwa ku nka zawe zihaka cyangwa ku ntama zawe zonsa, kugeza igihe rizakurimburira.

52 Iryo hanga rizakugariza mu migi yawe yose, kugeza igihe risenyeye inkike zawe ndende kandi zicinyiye, zikikije iyo migi, kandi ari zo wiringiraga, maze ziriduke mu gihugu cyawe cyose. Rizakugariza mu migi yawe yose, mu gihugu cyawe cyose, icyo Uhoraho Imana yawe aguhaye.

53 Nuko uzarye abana wabyaye, utungwe n'inyama z'abahungu bawe n'abakobwa bawe, Uhoraho Imana yawe azaba yaraguhaye; ibyo bizaba muri icyo gihe uzaba wugarijwe kandi uri mu kaga ushyizwemo n'abanzi bawe.

54 Umugabo wo muri mwe wadamaraye, kandi wamenyereye kugubwa neza gusa, azarebana imbabazi nke umuvandimwe we, ndetse n'umugore we yapfumbataga, kimwe n'abana be azaba asigaranye,

55 kugira ngo hatagira n'umwe muri bo aha ku nyama z'abana be azaba ariye, ntagire icyo asigaza na gito: ibyo bizaba muri icyo gihe uzaba wugarijwe kandi uri mu kaga ushyizwemo n'abanzi bawe, mu migi yawe yose.

56 Umugore wo muri mwe wadamaraye, kandi wamenyereye kugubwa neza gusa, utatinyukaga no gukandagiza ikirenge cye ku butaka ku mpamvu yo kudamarara no kumenyera kugubwa neza gusa, azarebana imbabazi nke umugabo yapfumbataga, kimwe n'umuhungu we n'umukobwa we,

57 ndetse n'uruhinja amaze kubyara hamwe n'ingobyi yarwo isohotse mu matako ye; kuko muri icyo gihe cyo kubura byose azabyadukira akabirya rwihishwa: ibyo bizaba muri icyo gihe uzaba wugarijwe kandi uri mu kaga ushyizwemo n'abanzi bawe, mu migi yawe yose.

58 Nutihatira gukurikiza amagambo yose y'iri Tegeko yanditse muri iki gitabo, ngo utinye iri zina ryanjye ryuje ishema kandi riteye ubwoba, ari ryo «UHORAHO IMANA YAWE»,

59 icyo gihe, wowe n'urubyaro rwawe, Uhoraho azabateza ibyo byago bitangaje, ibyago bikomeye kandi bidahwema, n'indwara mbi cyane zidakira.

60 Azaguteza nawe bya byago by'icyorezo yateje Misiri, bikagukura umutima, maze bizakwibasire.

61 Ndetse n'izindi ndwara zose hamwe n'ibyago byose bitavuzwe mu gitabo cy'iri Tegeko, Uhoraho azabiguteza, kugeza igihe uzarimbukira.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

62Muri mwe hazahonoka bake cyane, n'ubwo mwari muhwanyije ubwinshi n'inyenyeri zo ku ijuru, ku mpamvu y'uko uzaba utumviye ijwi ry'Uhoraho Imana yawe.

63Kandi nk'uko Uhoraho yahimbarirwaga kubitaho kugira ngo abahe gutunganirwa no kugwira, ni ko Uhoraho nanone azahimbarirwa kubihata kugira ngo abakindagure maze mushireho. Muzirukanwa mu gihugu mugiye kwinjiramo ngo mukigarurire.

64Uhoraho azagutatanyiriza mu mahanga yose, uhereye ku mpera y'isi ukageza ku yindi; kandi nugerayo, uzayoboka imana zindi wowe n'abasokuruza bawe mutigeze mumenya: imana zikozwe mu biti cyangwa amabuye!

65Kandi muri ayo mahanga, nta mahoro uzagira, ntuzabona n'aho uruhurira ibirenge byawe; ahubwo Uhoraho azaguherayo imitima ibunga, amaso ahondobera n'ubuzima bukendera.

66Ubugingo bwawe buzahora buregetse, uhore udagadwa ijoro n'amanywa, uhore ushidikanya ko ukiriho.

67Nibucya, uzajya uganya ngo «Ese noneho burira ryari?»; nibugoroba, ugire uti «Noneho buracya ryari?» Uzaba ubiterwa no gukurwa umutima n'ibyo amaso yawe azagumya kwibonera.

68Kandi Uhoraho azatuma usubira mu Misiri, ujyanywe n'amato muri icyo gihugu, nyamara nari narakubwiye nti «Nta bwo uzigera wongera kukireba ukundi!» Nimugerayo, ubwanyu muzagenda mwicuruza kugira ngo mube mwaba abagaragu cyangwa abaja b'ababisha banyu, ariko mubure ubagura!»

### IJAMBO MUSA YAVUZE BWA NYUMA

69Ngaya amagambo y'Isezerano Uhoraho yategetse Musa kugirana n'Abayisraheli mu gihugu cya Mowabu, risanga rya Sezerano yari yagiranye na bo kuri Horebu.

## Ivugururamategeko 29

### Ibyiza Imana yagiriye Abayisraheli

1Musa ahamagara Abayisraheli bose, maze arababwira ati «Mwiboneye ubwanyu, mu gihugu cya Misiri, ibyo Uhoraho yagiriye Farawo, n'abagaragu be bose, n'igihugu cye cyose:

2ibyo ni bya byago bikomeye mwiboneye n'amaso yanyu, bya bimenyetso n'ibitangaza bihambaye.

3Nyamara kugeza magingo aya, Uhoraho yari atarabaha umutima wo kumenya, n'amaso yo kubona, n'amatwi yo kumva.

4Jyewe Uhoraho nabamajije imyaka mirongo ine yose mugenda mu butayu:

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

imyambaro yanyu ntiyigeze ibasaziraho, n'inkweto zanyu ntizigera zibasazira mu birenge.

5Icyo mwariye si umugati, n'icyo mwanyoye si divayi cyangwa se inzoga zisindisha, kugira ngo mumenye yuko jyewe Uhoraho ndi Imana yanyu.

6Hanyuma mugera aha hantu; ni bwo Sihoni umwami w'i Heshiboni na Ogi umwami w'i Bashani baduteye ngo baturwanye, ariko turabatsinda.

7Twigarurira ibihugu byabo, tubihaho umunani bene Rubeni na bene Gadi, n'igice kimwe cy'umuryango wa bene Manase

8Muzite rero ku magambo y'iri Sezerano, muyakurikize, kugira ngo muzashobore kugira icyo mugeraho mu byo mukora byose.

### Isezerano rigenewe n'ibindi bisekuru

9Uyu munsi mwese muhagaze imbere y'Uhoraho Imana yanyu: abatware banyu, imiryango yanyu, abakuru banyu, abashinzwe kubahiriza amategeko, abagabo b'Abayisraheli bose,

10abana banyu, abagore banyu, n'umusuhuke uri iwawe mu ngando, kugira ngo ajye agusenyera inkwi cyangwa akuvomere amazi.

11Uzanywe no kwemera Isezerano ry'Uhoraho Imana yawe, ritangajwe riherekejwe n'imivumo, Isezerano ry'Uhoraho Imana yawe agiranye nawe uyu munsi,

12kugira ngo nyine uyu munsi akugire umuryango we, kandi na we akubere Imana nk'uko yabikubwiye, kandi nk'uko yabirahiye abasokuruza bawe: Abrahamu, Izaki na Yakobo.

13Iri Sezerano ritangajwe riherekejwe n'imivumo, nta bwo ndigiranye namwe gusa,

14ahubwo ndigiranye n'uhagararanye natwe uyu munsi imbere y'Uhoraho Imana yacu, kimwe n'utari hano hamwe natwe uyu munsi.

15Murabizi mwebweho, ukuntu twabaga mu gihugu cya Misiri, n'uko kandi twaciye hagati y'amahanga mwavogereyemo.

16Mwiboneye amahano bakora, n'ibigirwamana bafite iwabo, bikozwe mu biti, mu mabuye, muri feza cyangwa zahabu.

17Muri mwe rero, uyu munsi ntihagire umugabo cyangwa umugore, inzu cyangwa umuryango, uzinukwa Uhoraho Imana yacu ngo ajye kuyoboka imana z'ayo mahanga; ntihakabe muri mwe umuzi wera uburozi cyangwa imbuto ibishye.

18Nihagira umuntu umara kumva ya magambo y'imivumo, akibwira ko we afite umugisha agira ati «Jyeweho nta cyo nzabura kubera ko nashegeye gukurikiza ibitekerezo byanjye, none bikaba byarabaye impamo ko ubutaka bwanjye bwahaze amazi, bukaba butagikeneye imvura»,

19Uhoraho ntazemera kumubabarira, ahubwo uburakari bwe n'ifuha rye bizagurumanira uwo muntu, maze imivumo yose yanditse muri iki gitabo imuhame, kandi Uhoraho azimanganye izina rye ryibagirane mu nsi y'ijuru.

20Uhoraho azamurobanura mu miryango yose ya Israheli amushyire ukwe, maze yibonere ibyago bihuje n'imivumo yose ijyana n'Isezerano ryanditse muri iki gitabo cy'amategeko.

### Uhoraho azabahana uko yabibamenyesheje

21Mu gisekuru kizakurikiraho, abana banyu bazavuka mutakiriho, kimwe n'umunyamahanga uzaza iwawe aturutse mu gihugu cya kure, nibabona ibyago by'iki gihugu n'indwara Uhoraho yagiteje, bazavuga

22ngo «Igihugu cye cyose cyahindutse amahindure, umunyu n'umunyotwe gusa; nta buhinge, nta katsi, nta gati kamera; hameze nk'i Sodoma na Gomora, Adama na Seboyimu , ya migi Uhoraho yigeze kuyogoza abitewe n'uburakari hamwe n'umujinya.»

23Nuko amahanga yose azavuge yibaza ati «Ni iki cyatumye Uhoraho agira iki gihugu atya? Ni iki cyamurakaje cyane bigeze aha?»

24Rubanda bazasubiza bati «Ni uko baretse Isezerano Uhoraho Imana y'abakurambere yari yaragiranye na bo, ubwo yabakuraga mu gihugu cya Misiri.

25Ni uko bagiye kuyoboka izindi mana, baraziramya, – imana batari bazi kandi Uhoraho atari yarabarangiye –.

26Ni cyo cyatumye uburakari bw'Uhoraho bugurumanira iki gihugu, akakigushaho imivumo yose yanditse muri iki gitabo.

27Uhoraho yabahubuje mu gihugu cyabo, abigiranye uburakari n'umujinya n'ubukana bwinshi, maze abajugunya mu kindi gihugu, nk'uko bimeze ubu.»

28Ibintu byihishe ni iby'Uhoraho Imana yacu, naho ibintu byahishuwe ni ibyacu twebwe n'abana bacu ingoma ibihumbi, kugira ngo dukurikize amagambo yose y'iri Tegeko.

## Ivugururamategeko 30

### Israheli izashyira igarukire Uhoraho

1Ibyo byose nibimara kukubaho, ni ukuvuga umugisha cyangwa umuvumo nagushyize imbere, uzabizirikana mu mutima wawe aho uzaba uri mu mahanga yose Uhoraho Imana yawe azaguciramo.

2Nuko wowe n'abana bawe uzagarukire Uhoraho Imana yawe n'umutima wawe wose n'amagara yawe yose, kandi ubigire ukurikiza ibyo ngutegetse byose uyu munsi.


© 2012, Bible Society of Rwanda.

3Uhoraho Imana yawe azahindura urwo yari yaraguciriye, akwereke imbabazi ze, asubire kugukoranya akuvana mu mahangayose Uhoraho Imana yawe azaba yaragutatanyirijemo.

4N'aho waba waraciriwe ku mpera y'isi, Uhoraho Imana yanyu azahagukoranyiriza, aze kugukurayo.

5Uhoraho Imana yawe azakugarura mu gihugu abasokuruza bawe bari batunze, nawe wongere ugitunge; azaguha guhirwa no kugwira kurusha abasokuruza bawe.

6Wowe hamwe n'abazagukomokaho, Uhoraho Imana yawe azakugenya umutima, kugira ngo ubashe gukunda Uhoraho Imana yawe n'umutima wawe wose, n'amagara yawe yose, maze ubone kugira ubugingo.

7Kandi Uhoraho Imana yawe azagusha ya mivumo yose ku babisha bawe no ku banzi bawe bazaba bagutoteje.

8Nuko woweho uzongere kumvira ijwi ry'Uhoraho, ukurikize amategeko ye yose ngushyikirije uyu munsi.

9Uhoraho Imana yawe azaguha gutunganirwa mu byo ukora byose, akugwirize abana n'amatungo n'ibihingwa. Koko rero Uhoraho azongera ahimbarirwe kukugirira neza nk'uko yahimbarirwaga kubigirira abasokuruza bawe;

10upfa gusa kumvira ijwi ry'Uhoraho Imana yawe, wita ku mategeko ye n'amabwiriza ye, uko yanditse muri iki gitabo cy'amategeko, kandi ukagarukira Uhoraho Imana yawe n'umutima wawe wose, n'amagara yawe yose.

### Ijambo ry'Uhoraho ntiriri kure yawe

11Koko, iri Tegeko ngushyikirije uyu munsi nta bwo ari akadashoboka kuri wowe, nta n'ubwo riri kure aho udashyikira.

12Nta bwo riri ku ijuru, ngo ube wakwibaza uti «Ni nde uzatuzamukira ku ijuru ngo aritumanurireyo, maze aritubwire, turikurikize?»

13Nta n'ubwo riri hakurya y'inyanja, ngo ube wakwibaza uti «Ni nde uzatwambukira inyanja ngo arituzanire, maze aritubwire, kugira ngo turikurikize?»

14Koko rero iryo jambo rikuri bugufi cyane, riri mu kanwa kawe no mu mutima wawe, kugira ngo urikurikize.

### Amayira ni abiri

15Dore uyu munsi nshyize imbere yawe ubugingo n'amahirwe, urupfu n'ibyago;

16kuko uyu munsi ngutegeka gukunda Uhoraho Imana yawe, kugenda mu nzira ze, kwita ku mategeko ye, ku mabwiriza ye no ku migenzo ye. Nukora utyo uzagira ubugingo, uzororoka ugwire, kandi Uhoraho Imana yawe azaguhera umugisha mu gihugu ugiyemo kugira ngo ucyigarurire.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17Ariko umutima wawe nuraruka, ntumwumvire, ukemera kujya kunamira imana
zindi kandi ukazikorera,

18uyu munsi nkubwiye neruye yuko muzarimbuka, muzime rwose, mwoye kubaho
igihe kirekire mu gihugu ugiye kwinjiramo umaze kwambuka Yorudani, kugira ngo
ucyigarurire.

19Uyu munsi, ijuru n'isi mbitanzeho abagabo bazabashinja: nashyize imbere yanyu
ubugingo n'urupfu, umugisha n'umuvumo. Hitamo rero ubugingo kugira ngo wowe
n'abazagukomokaho mubeho,

20mukunda Uhoraho Imana yawe, mwumvira ijwi rye, kandi mumwizirikaho. Bityo
uzabaho, mu gihugu Uhoraho yarahiye kuzaha abasokuruza bawe Abrahamu, Izaki
na Yakobo.»

## Ivugururamategeko 31

### ISEZERA RYA MUSA N'URUPFU RWE

#### Yozuwe atorerwa kuzazungura Musa

1Nuko Musa araza nanone abwira Abayisraheli bose aya magambo. Aterura avuga ati

2«Ubu ngubu maze imyaka ijana na makumyabiri mvutse; sinkibasha gukubita hirya
no hino, kandi Uhoraho yaranyibwiriye ati 'Nta bwo uzambuka Yorudani iyi ureba!'

3Uhoraho Imana yanyu ubwe ni we uzambuka akurangaje imbere, ni we uzatsemba
ariya mahanga akuri imbere, ayanyage ibyo atunze. Kandi Yozuwe ni we uzambuka
akurangaje imbere nk'uko Uhoraho yabivuze.

4Uhoraho azagirira ayo mahanga ibyo yagiriye Sihoni na Ogi, abami b'Abahemori,
hamwe n'ibihugu byabo: yarabirimbuye!

5Uhoraho azayabarekurira, namwe muzayagirire bya bindi nabategetse byose.

6Nimukomere kandi mube intwari, ntimuzashye ubwoba ngo muhinde umushyitsi
imbere yabo, kuko Uhoraho Imana yawe ubwe agendana nawe. Ntazaguharurukwa,
ntazagutererana.»

7Hanyuma Musa ahamagara Yozuwe, amubwirira imbere y'Abayisraheli bose ati
«Komera kandi ube intwari, kuko ari wowe uzinjirana n'aba bantu mu gihugu
Uhoraho yarahiye abasokuruza babo ko azakibaha; ni wowe uzatuma bigarurira icyo
gihugu.

8Uhoraho ubwe ni we ukugenda imbere, azaba ari kumwe nawe; ntazaguharurukwa,
ntazagutererana. Wigira ubwoba, ntucike intege.»

#### Musa ashinga abaherezabitambo Itegeko ry'Imana

9Musa yandika iri Tegeko, maze arishinga abaherezabitambo, bene Levi baheka
ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho; arishinga kandi n'abakuru b'imiryango ya

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Israheli bose.

10Nuko Musa abaha aya mabwiriza, agira ati «Uko imyaka irindwi ishize, mu gihe cyagenwe mu mwaka wo guhara imyenda, ku munsi mukuru w'Amahema,

11igihe Abayisraheli bose bazaza ahantu Uhoraho Imana yawe azaba yihitiyemo kugira ngo barebe uruhanga rwe, uzajye usomera iri Tegeko imbere y'Abayisraheli bose, baryumve.

12Uzakoranye rubanda, abagabo n'abagore, abana n'umusuhuke w'umunyamahanga uri mu migi yawe, kugira ngo bose baryumve, baryige, batinye Uhoraho Imana yanyu, kandi bitondere gukurikiza amagambo yose ari muri iri Tegeko.

13N'abana babo batari barizi, bazaryumve, bige gutinya Uhoraho Imana yanyu iminsi yose muzabaho mu gihugu mugiye kwigarurira mumaze kwambuka Yorudani.»

### Israheli izahemukira Imana

14Nuko Uhoraho abwira Musa, ati «Dore igihe cyawe cyo gupfa kiregereje. None hamagara Yozuwe, mujyane ku ihema ry'ibonaniro, maze muhe amabwiriza yanjye.» Musa na Yozuwe baragenda, bahagarara ku ihema ry'ibonaniro.

15Uhoraho abonekera muri iryo hema, ari mu nkingi y'agacu; iyo nkingi y'agacu yari ihagaze ku muryango w'ihema.

16Nuko Uhoraho abwira Musa ati «Dore wowe ugiye gupfa, usange abasogokuruza bawe. Uyu muryango uzatangira ube ihabara, wohoke ku mana z'abanyamahanga bari mu gihugu ugiye kwinjiramo; uzampararukwa umene igihango cy'Isezerano nagiranye na wo.

17Icyo gihe uburakari bwanjye buzawugurumanira, mbatererane, mbahishe amaso, bapfe bashire, ibyago n'imibabaro myinshi bibibasire. Nuko icyo gihe bazavuge bibaza bati 'Igituma ibi byago byadusaritse, aho si uko Imana yacu itakiri muri twe?'

18Ariko jyeweho icyo gihe nzakomeza mbahishe amaso, mbahora ibyaha byose bazaba bakora bayoboka imana zindi.

19Noneho ngaho nimwandike iyi ndirimbo muzajya muririmba; uzayigishe Abayisraheli, uyibatoze, kugira ngo iyo ndirimbo izambere gihamya ishinja Abayisraheli.

20Koko rero, nzinjiza iyi mbaga mu gihugu gitemba amata n'ubuki nasezeranyije abasekuruza babo ko nzakibaha, nkabirahirira; bazarya barengwe, babyibuhe; hanyuma bayoboke imana zindi, bazihakweho, jyeweho bansuzugure, maze bice Isezerano nagiranye na bo.

21Nuko nibamara kuzahazwa n'ibyago byinshi hamwe n'imibabaro myinshi, iyo ndirimbo izabe gihamwa ibashinja, kuko urubyaro rwabo rutazibagirwa na gato kuyisubiramo. Koko rero, nta bwo nyobewe imigambi bahimbahimba ubu ngubu, na


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mbere y'uko mbinjiza mu gihugu nasezeranye nkabirahira.»

22Uwo munsi rero Musa yandika iyo ndirimbo, ayigisha Abayisraheli.

23Maze Uhoraho yihanangiriza Yozuwe mwene Nuni, ati «Komera kandi ube intwari, kuko ari wowe uzinjirana n'Abayisraheli mu gihugu nabasezeranyije, nkabibarahira; nanjye kandi ndi kumwe namwe.»

24Musa amaze kwandika amagambo yose y'ayo mategeko mu gitabo,

25aha aya mabwiriza Abalevi bashinzwe guheka ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho, ati

26«Nimwende iki gitabo cy'amategeko, mugishyire iruhande rw'ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho Imana yanyu; kizagume aho, kibe gihamya ibashinja.

27Kuko nzi amatwara yawe yo kwigomeka no kugira ijosi rishingaraye. Ubwo muri iki gihe mugomera Uhoraho, kandi nkiriho ndi kumwe namwe, hazacura iki nimara gupfa?

28Nimunkoranyirize abakuru b'imiryago yanyu bose, hamwe n'abashinzwe kubahiriza amategeko, baze iruhande rwanjye; maze mvugire ayo magambo mu matwi yabo, ntanga ijuru n'isi ho abagabo bazabashinja.

29Kuko nzi yuko nimara gupfa, muziyonona rwose, mugateshuka inzira nababwirije; maze mu minsi izaza mukazakubitana n'ibyago, ku mpamvu y'uko muzaba mwakoze ibitanogera amaso y'Uhoraho, kugeza aho kumubabaza mu migenzereze yanyu.»

### Indirimbo ya Musa

30Nuko imbere y'ikoraniro ryose ry'Abayisraheli rimuteze amatwi, Musa ahavugira amagambo yose y'iyi ndirimbo, arayarangiza.

## Ivugururamategeko 32

1Ati «Juru, tega amatwi, maze mvuge; isi nawe, wumve ijambo rimva mu kanwa.

2Inyigisho zanjye nizisuke nk'imvura, amagambo yanjye niyisese nk'urume, nk'imvura y'umurindi igwa ku bwatsi butoto, nk'ibitonyanga bigwa mu kanyatsi!

3Kuko ngiye kwamamaza izina ry'Uhoraho. Nimwemere ko Imana yacu ari indahangarwa.

4Ni urutare, ibyo akora biba bitunganye rwose, uburyo bwe bwose buraboneye. Ni Imana izira guhemuka, kandi itarenganya, ni intabera n'intagorama.

5Bo bariyononnye, kubera ubusembwa bisize, ntibakiri abana be, bahindutse inyoko yandavuye kandi yatannye.

6Mbe bwoko bw'ibipfapfa, mbe bwoko bw'abanyabwenge buke! Uko ni ko mwitura Uhoraho? Si we so wakubyaye, si we wakuremye, akagukomeza intege?

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7 Ibuka ibihe bya kera, uzirikane imyaka yagiye isimburana, kuva mu gisekuru ukagera mu kindi. Baza so, azabigutekerereza, baza abakuru bo muri mwe, bazabikubwira:

8 Igihe Musumbabyose yahaga amahanga iminani agenewe, igihe yatandukanyaga amoko y'abantu, yashingiye imbago imiryango akurikije umubare w'abana ba Israheli.

9 Koko rero, ingarigari y'Uhoraho ni uwo muryango we, bene Yakobo bakaba umunani yegukanye.

10 Uwo muryango we babonaniye mu gihugu cy'ubutayu, ku gasi kaganjemo imyoromo ikanganye: yarawukikiye, arawurera.

11 Yagenje nka kagoma ikangura ibyana byayo igatambatamba hejuru y'icyari cyayo, ikabamba amababa yayo uko yakabaye, maze ikabiterura ikabigurukana ibihetse.

12 Uhoraho ni we wenyine wayoboye umuryango we, ari nta mana y'inyamahanga bafatanyije,

13 awutoza gukwira imisozi y'igihugu, kugira ngo utungwe n'umwero w'imirima; awubwiriza kunyunyuza ubuki bwaretse mu binogo by'amabuye, awuha amavuta yaretse ku bitare by'intamenwa.

14 Awuha kandi ikivuguto n'amatamatama, n'ikinure cy'abana b'intama n'icy'amapfizi y'intama y'i Bashani, n'icy'amasekurume y'ihene, hamwe n'inkongote y'impeke z'ingano; umutobe w'umutuku uturutse mu mbuto z'imizabibu uwunywa ubanje kuba inzoga ihiye.

15 Nuko Yeshuruni arashisha, maze ashinga ijosi — warashishe, urabyibuha, uba ingogo — ahararukwa Imana yamuremye, asuzugura Urutare rwamukijije.

16 Barayiharika, bayoboka imana z'inyamahanga, bayibabaza bakora amahano,

17 batura ibitambo ibishitani bitari Imana nyakuri, batura ibitambo imana zindi batari bazi, imana nshya zadutse vuba, izo abasokuruza banyu batatinyaga.

18 Urutare ukesha kubona izuba ntukirwitaho, wibagiwe Imana yakubyaye.

19 Ibyo Uhoraho yiboneye byamuteye kuzinukwa: abahungu be n'abakobwa be baramurakaje.

20 Nuko aravuga ati «Ngiye kubahisha amaso, nzarebe iherezo ryabo uko rizamera, kuko ari inyoko yandavuye, abana umuntu atashobora kwizera.

21 Bambangikanyije n'ibitari Imana nyakuri, barandakaza bayoboka ibigirwamana by'amanjwe bishakiye. Nanjye nzababangikanya n'ikitari umuryango nyakuri, mbagirire nabi nkoresheje ihanga ritagira ubwenge!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22Ni koko, umuriro uzagurumana mu mazuru yanjye, utwike byose kugeza hasi ikuzimu iwabo w'abapfuye, woreke isi hamwe n'ibyo yeze, uhindure ivu imizi y'imisozi.

23Nzabacunshumuriraho amakuba, mbamarireho imyambi yanjye.

24Nibamara kwicwa n'inzara, no kurimburwa n'inkuba, hamwe n'amacumu yanjye afite uburozi, nzabagabiza amenyo y'inyamaswa, n'uburozi bw'ibisimba bikuruza inda mu mukungugu.

25Hanze, inkota izavuga ibamareho abana, no mu mazu yabo haganze ubukangarane. Umuhungu w'umusore azapfa rumwe n'umukobwa w'inkumi, umwana uri ku ibere apfe rumwe n'umugabo umeze imvi.

26Naravuze nti 'Mba mbajanjaguye nkabahindura ubushingwe, nkazimangatanya icyatuma bibukwa mu bantu,

27iyo ndatinya ko ababisha banyigambaho.' Abanzi babo ntibajye aho ngo bibeshye, bavuga ngo 'Ni twe twabarushije amaboko turabatsinda, ngo nta bwo ari Uhoraho wakoze ibyo byose!'

28Kuko iryo ari ihanga ritareba kure, ry'abantu b'ibicucu.

29Iyo baba abanyabwenge bari gusobanukirwa na byo, bakamenya ibibafitiye akamaro mu gihe kiri imbere:

30'Umuntu umwe gusa yabasha ate kwirukana abantu igihumbi, abantu babiri gusa babasha bate kwirukana abantu ibihumbi cumi, atari uko Urutare rwabo ruba rwabarekuye, maze Uhoraho akabatanga?

31Koko rero Urutare rurinda ababisha bacu si kimwe n'Urutare ruturinda twebwe: ababisha bacu ubwabo ni bo baca urwo rubanza.

32Ingemwe z'imizabibu yabo zikomoka i Sodoma no mu mirima y'i Gomora; imbuto z'imizabibu yabo zirimo uburozi, imisogwe yazo irakarishye.

33Divayi yabo ni nk'ubumara bw'ikiyoka, ni ubumara bukaze nk'ubw'impiri.

34Ibyo si byo mbitse iwanjye, si ibyo mpfundikiye mu bubiko bwanjye?

35Kumara inzigo no gutanga inyiturano ni jye nyirabyo, nkabizigamira igihe ibirenge byabo bizateshuka inzira; koko rero umunsi w'ibyago uri bugufi, ibihano byabateganyirijwe ntibigitinze.»

36Uhoraho agiye gucira urubanza umuryango we, akazagirira ibambe abayoboke be, nabona yuko intege zabo zishize, kandi ko nta mucakara cyangwa umuntu wigenga usigaye.

37Icyo gihe azabaza ati «Za mana zabo ziri hehe, n'urutare bahungiragaho?

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

38Ziri hehe za mana zaryaga urugimbu rw'ibitambo byabo, zikanywa divayi y'ibitambo byabo biseswa? Ngaho se nizihaguruke zibatabare, zibabonere ahantu mwakwikinga!

39Noneho rero ubu nimurebe: Ni jyewe ubwanjye, nta wundi. Nta yindi mana indi iruhande! Ni jye wica kandi nkabeshaho, uwo mfashe ntanyikura.

40Kandi koko, manika ukuboko nkwerekeza ku ijuru, maze nkavuga nti 'Ndi muzima iteka ryose!'

41Nintyaza inkota yanjye irabagirana, ukuboko kwanjye kugatigisa iteka naciye, nzamara inzigo mfitanye n'ababisha banjye, mpe inyiturano abanyanga.

42Inkota yanjye izavubata inyama, imyambi yanjye nyuhire amaraso iyasinde, amaraso y'abishwe n'ay'abafashwe mpiri, hamwe n'ibihanga by'ababisha bitendeza imisatsi.»

43Mahanga, nimukomere yombi imbaga ye, kuko agiye guhorera amaraso y'abayoboke be, akamara inzigo afitanye n'ababisha be, maze agakiza ubwandu igihugu cye n'imbaga ye.»

44Musa rero wari uherekejwe na Yozuwe mwene Nuni, yaraje avuga amagambo yose y'iyi ndirimbo, rubanda bateze amatwi.

## Amategeko y'Uhoraho ni isoko y'ubugingo

45Musa arangije kubwira Abayisraheli bose aya magambo,

46yungamo ati «Mushyire ku mutima aya magambo yose, ari na yo ntanzeho none gihamya izabashinja, kandi muzabwirize abana banyu kwihatira gukurikiza amagambo yose agize iri Tegeko.

47Koko rero nta bwo ari ijambo rikwiye kugira agaciro gake kuri mwe; ahubwo iri jambo ni ryo bugingo bwanyu, ni ryo muzakesha kumara iminsi mu gihugu mugiye kwigarurira mumaze kwambuka Yorudani.»

## Musa amenyeshwa ko agiye gupfa

48Uwo munsi nyine Uhoraho abwira Musa ati

49«Zamuka uriya musozi wa Nebo uri mu bisi by'Avarimu, mu gihugu cya Mowabu, ahateganye na Yeriko, maze witegereze igihugu cya Kanahani mpayeho ubukonde abana ba Israheli.

50Hanyuma upfire kuri uwo musozi uzamutse, usange bene wanyu — bimere nk'uko Aroni mwene so na we yapfiriye ku musozi wa Hori, agasanga bene wabo —

51kubera ko mwancumuriye mukambera abahemu hagati y'Abayisraheli, cya gihe mwari ku mazi y'i Meriba h'i Kadeshi, mu butayu bwa Sini, ubwo mwangaga kwerekanira ubutagatifu bwanjye hagati y'Abayisraheli.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

52Igihugu cya Kanahani uzakireba uri hakurya yacyo gusa, ariko nta bwo
uzagikandagiramo, icyo gihugu mpaye abana ba Israheli.»

## Ivugururamategeko 33

### Musa aha umugisha imiryango cumi n'ibiri y'Abayisraheli

1Uyu ni wo mugisha Musa, umuntu w'Imana, yasabiye Abayisraheli, mbere y'uko
apfa.

2Ati «Uhoraho yaje aturuka kuri Sinayi, arasira mu mpinga ya Seyiri kubera bo,
arabagirana aturuka ku musozi wa Parani, agera i Meriba h'i Kadeshi; kubera bo aza
aturuka mu majyepfo yawo agana mu Mirambi.

3Ni ukuri, wowe ukunda imiryango y'abantu, ab'intungane bose bari mu maboko
yawe. Bo bari barambaraye imbere y'ibirenge byawe, maze bakira ijambo ryose
uvuze.

4Musa yatugeneye Itegeko, arishyikiriza iteraniro rya bene Yakobo.

5Nuko Yeshuruni abona umwami, ubwo abatware ba rubanda bateranaga, hamwe
n'imiryango y'Abayisraheli yose.

6Rubeni arakarama, ntagapfe, harakabaho kandi n'abe n'ubwo ari bakeya.»

7Ageze kuri Yuda, avuga ibi ati «Uhoraho, jya wumva ijwi rya Yuda uzamugarure mu
ngabo ze. Amaboko ye aramurengere, nawe uzamugoboke umutabare yatewe
n'abanzi be.»

8Ageze kuri Levi aravuga ati: «Tumimu zawe na Urimu zawe ziragatungwa n'umuntu
wakubereye indahemuka, ukamugeragereza i Masa, ukamugishiriza impaka ku mazi
y'i Meriba,

9ari na we wavuze kuri se na nyina ati 'Nta bwo nigeze mbabona!' Akanga kwemera
bene se, kandi ntanamenye abahungu be. Koko bene Levi bitaye ku ijambo ryawe,
bakomera ku Isezerano ryawe,

10bigisha bene Yakobo imigenzo yawe, batoza Abayisraheli amategeko yawe,
bagutura imibavu, uranyurwa, bagashyira ku rutambiro rwawe ibitambo bitwikwa.

11Uhoraho, ha umugisha ubutwari bwa Levi, unogerwe n'imirimo y'amaboko ye,
ushegeshe ibyaziha by'abamurwanya; abamwanga barakagwa ubutabyuka.»

12Ageze kuri Benyamini aravuga ati «Ni inkoramutima y'Uhoraho, aradendeje mu
ituze, yizigiye Nyirigira umuragiye iminsi yose kandi uruhukiye hagati y'udusozi
twe.»

13Ageze kuri Yozefu aravuga ati «Igihugu cye kirakagira umugisha w'Uhoraho! Ibyiza
biruta ibindi mu bitangwa n'ijuru, ibyo ni urume, n'amazi adendeje mu nsi y'ubutaka,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14 ibyiza biruta ibindi mu bifashwa n'izuba kurumbuka, hamwe n'ibyiza biruta ibindi mu bimera buri kwezi,

15 ibyiza biruta ibindi mu bibyarwa n'imisozi ya kera na kare, hamwe n'ibyiza biruta ibindi mu bibyarwa n'utununga duhoraho,

16 ibyiza biruta ibindi mu bikungahaje igihugu, hamwe n'ineza y'Uwiyerekaniye mu Gihuru cyakaga umuriro: ibyo byose biratwikire umutwe wa Yozefu, uruhanga rw'uweguriwe Uhoraho atoranyijwe muri bene se.

17 Ni impfizi ye yavutse uburiza: icyubahiro kiramuharirwe! Amahembe yayo ni nk'amahembe y'imbogo: izayicisha amahanga kugeza ku mpera z'isi! Ngibyo ibihumbi n'ibihumbi byo kwa Efurayimu, ngaya amagana n'amagana yo kwa Manase!»

18 Ageze kuri Zabuloni aravuga ati «Dabagira, Zabuloni, buri gihe uzaba ugabye ibitero; dabagira nawe Isakari, aho utuye mu mahema yawe.

19 Bahamagaye amahanga ngo aze ku musozi baturiraho ibitambo by'ubuhoro; bayoboye iwabo ikivu cy'ibyiza biturutse inyuma y'inyanja, kimwe n'ubukungu bwihishe mu musenyi.»

20 Ageze kuri Gadi, aravuga ati «Arakagira umugisha uwo Gadi azakesha kwagura imipaka! Aryama nk'intare itanyagura ukuboko cyangwa igihanga cy'inyamaswa yishe.

21 Yamamye akajisho ku byo yagabiwe rugikubita, abona aho umugabane w'ubutware umugenewe uherereye. Yagiye mu rwego rw'abatware ba rubanda, atunganya ubucamanza bw'Uhoraho hamwe n'ibyemezo yafashe arengera Israheli.»

22 Ageze kuri Dani aravuga ati «Dani ni icyana cy'intare, gisimbuka gituruka i Bashani.»

23 Ageze kuri Nefutali aravuga ati «Nefutali ahaga ibyo aherewe ubuntu, agwiza imigisha y'Uhoraho, arigarurire igihugu cy'iburengerazuba n'icy'amajyepfo.»

24 Ageze kuri Asheri aravuga ati «Asheri arakagira umugisha muri bose, agire ubuhoro mu bavandimwe be, avogere mu mavuta masa.

25 Ibihindizo byawe bizabe ibyuma n'imiringa, kandi uko iminsi yawe ingana, azabe ari ko n'imbaraga zawe zireshya.»

26 Yewe Yeshuruni, nta n'umwe uhwanye n'Imana izanwa no kugutabara, igahutera igendera ku ifarasi y'ijuru n'ibicu, yuje ububasha.

27 Imana ya kera na kare ni yo buhungiro bwawe; kuva iteka ryose ni yo kuboko gukora byose hano mu nsi; yirukanye ababisha imbere yawe, maze iravuga iti 'Ngaho tsemba!'

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[28]Israheli idendeje mu mahoro nta cyo yishisha: isoko ya Yakobo iratemba nta kiyiziga, igana mu gihugu cya divayi n'imyaka y'impeke; ndetse n'ijuru rirahatondesha ikime.

[29]Urahirwa koko Israheli! Ni nde umeze nkawe, wowe bwoko burengerwa n'Uhoraho? Ni we ngabo igukingira ikagutabara, akaba n'inkota iguha gutsinda. Ababisha bawe bazakora iyo bwabaga bakwigira amayeri, ariko ntuzabura gushinga ikirenge mu mpinga y'imisozi y'igihugu cyabo.»

## Ivugururamategeko 34

### Urupfu rwa Musa

[1]Musa ava mu kibaya cya Mowabu, azamuka umusozi wa Nebo, mu bitwa bya Pisiga, ahateganye na Yeriko; maze Uhoraho amwereka igihugu cyose: ahera muri Gilihadi agera muri Dani,

[2]no mu bwatsi bwa Nefutali bwose, n'igihugu cya Efurayimu hamwe na Manase, n'icya Yuda cyose, agera ku Nyanja y'iburengerazuba.

[3]Amwereka na Negevu, n'intara yose y'ikibaya cya Yeriko umugi w'imikindo, agera i Sowari.

[4]Nuko Uhoraho aramubwira ati «Ngicyo igihugu nasezeranyije Abrahamu, na Izaki na Yakobo, nkabibarahira mvuga nti 'Nzagiha urubyaro rwawe.' Ndakikweretse, uracyibonera n'amaso yawe, ariko nta bwo uzambuka ngo ugikandagiremo.»

[5]Nuko Musa, umugaragu w'Uhoraho, apfira aho ngaho mu gihugu cya Mowabu, nk'uko Uhoraho yari yabivuze.

[6]Uhoraho amuhamba mu kabande ko mu gihugu cya Mowabu, ahateganye na Beti-Pewori; ariko kugeza na n'ubu nta we uramenya aho imva ye iherereye.

[7]Musa yapfuye amaze imyaka ijana na makumyabiri avutse; amaso ye yari ataraganya guhuma, n'imbaraga ze zari zitaracogora.

[8]Abayisraheli baririra Musa iminsi mirongo itatu, bari mu kibaya cya Mowabu. Hanyuma iminsi yo kuririra Musa bamwiraburira irashira.

[9]Yozuwe mwene Nuni yari yuzuye umwuka w'ubwenge, kuko Musa yari yaramuramburiyeho ibiganza. Nuko Abayisraheli baramwumvira, bagenza uko Uhoraho yari yategetse Musa.

[10]Muri Israheli ntihongeye kuboneka umuhanuzi umeze nka Musa; kuko we Uhoraho yari amuzi, bakabonana,

[11]Uhoraho akamutuma gukorera bya bimenyetso byose na bya bitangaza byose mu gihugu cya Misiri, imbere ya Farawo n'abagaragu be bose, n'igihugu cye cyose,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12maze Musa uwo akabikorana imbaraga zose z'ukuboko kwe, bigatuma bakangarana cyane, Abayisraheli bose babyirebera n'amaso yabo.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Yozuwe 1

# ABAYISRAHELI BIGARURIRA IGIHUGUBASEZERANYIJWE

### Yozuwe asimbura Musa

1 Musa, umugaragu w'Uhoraho amaze gupfa, Uhoraho abwira umufasha wa Musa, ari we Yozuwe mwene Nuni, ati

2 «Umugaragu wanjye Musa yarapfuye, none rero haguruka wambuke Yorudani iyi, wowe n'iyi mbaga yose, mujye mu gihugu mbahaye, mwebwe Abayisraheli.

3 Aho muzakandagiza ibirenge byanyu hose, narahabeguriye nk'uko nabibwiye Musa;

4 kuva ku butayu kugera kuri Libani, kuva ku Ruzi runini rwa Efurati, kugera ku Nyanja nini iburengerazuba, icyo gihugu cyosecy'Abaheti kizaba icyanyu.

5 Mu buzima bwawe bwose, nta n'umwe uzakugandira. Nk'uko nabanye na Musa, nawe ni ko tuzabana; ntuzambura, sinzagutererana.

6 Komera kandi ube intwari, kuko ari wowe uzashyikiriza rubanda iki gihugu nasezeranije abasekuruza babo kubahaho umurage.

7 Ni koko, komera kandi ube intwari cyane; haranira gukurikiza amategeko yose umugaragu wanjye Musa yaguhaye. Ntuzayace iruhande, haba iburyo cyangwa se ibumoso, kugira ngo uzahirwe aho uzajya hose.

8 Iki gitabo cy'amategeko ntikikave ku munwa wawe, uzajye ukizirikana amanywa n'ijoro, kugira ngo wihatire gukurikiza ibyanditswemo byose, kuko ari bwo inzira zawe zizagutunganira, bityo ukazahirwa.

9 Sinabikubwiye se nti 'Komera kandi ube intwari'? Wihinda umushyitsi wigira ubwoba kuko Uhoraho, Imana yawe, azaba ari kumwe nawe aho uzajya hose.»

### Yozuwe ategura kwambuka Yorudani

10 Nuko Yozuwe ategeka abatware b'imbaga, ati

11 «Munyure mu ngando maze mutegeke imbaga, muti 'Nimutegure impamba, kuko mu minsi itatu muzambuka Yorudani iyi, kugira ngo mwinjire mu gihugu, Uhoraho, Imana yanyu, abahaye ngo kibe icyanyu.'»

12 Nuko Yozuwe abwira bene Rubeni, bene Gadi, na kimwe cya kabiri cya bene Manase, ati

13 «Mwibuke itegeko Musa, umugaragu w'Uhoraho, yabahaye: Uhoraho, Imana yanyu, abahaye ikiruhuko; yabahaye iki gihugu murimo.

14 Abagore banyu, abana banyu n'amashyo yanyu bazasigara mu gihugu Musa yabahaye hakurya ya Yorudani. Ariko mwebwe mwese, bagabo b'intwari,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

muzakurikirana kuri gahunda, mugende imbere y'abavandimwe banyu ngo mubafashe,

15kugeza ubwo Uhoraho azabaha ikiruhuko nk'uko namwe yakibahaye, maze na bo bazagire igihugu Uhoraho, Imana yanyu, yabageneye. Hanyuma muzasubira mu gihugu kiri icyanyu, maze mutunge iki gihugu Musa, umugaragu w'Uhoraho, yabahaye hakurya ya Yorudani, mu burasirazuba.»

16Na bo basubiza Yozuwe, bati «Ibyo utubwiye byose, tuzabikora, n'aho uzatwohereza hose, tuzajyayo.

17Uko twumviraga Musa muri byose, ni ko nawe tuzakumvira. Ni koko, Uhoraho, Imana yawe, azaba ari kumwe nawe nk'uko yari kumwe na Musa.

18Uzagusuzugura wese kandi ntiyumvire amagambo yawe yose mu byo uzaba wategetse, azicwa. Rwose komera kandi ube intwari!»

## Yozuwe 2

### Yozuwe yohereza intasi ebyiri i Yeriko

1Yozuwe, mwene Nuni, ari i Shitimu, yohereza abantu babiri gutata rwihishwa, arababwira ati «Mugende murebe igihugu cya Yeriko.» Bajyayo binjira mu nzu y'umugore w'indaya witwaga Rahabu, kugira ngo baze kuharara.

2Ibyo bigera ku mwami w'i Yeriko, baramubwira bati «Dore abantu b'Abayisraheli binjiye hano muri iri joro, kugira ngo batate igihugu.»

3Nuko umwami w'i Yeriko atuma kuri Rahabu, ati «Shyira ahagaragara abagabo baje iwawe, ba bandi wacumbikiye, kuko bazanywe no gutata igihugu cyose.»

4Ariko uwo mugore ajyana ba bagabo uko ari babiri, maze arabahisha. Hanyuma araza, aravuga ati «Ni byo koko, abo bantu baje iwanjye, ariko sinari nzi iyo baturuka.

5Nyamara, ubwo bendaga gufunga amarembo y'umugi bwije, abo bantu basohotse. Sinamenye rero aho bagannye. Mubakurikire vuba, murabafata.»

6Mu by'ukuri yari yabohereje hejuru y'inzu, maze abahisha mu byatsi yari yaharundishije.

7Abantu babakurikira bwangu bagana ku byambu bya Yorudani, nuko bakimara gusohoka bafunga amarembo.

8Naho bo, bari batararyama ubwo Rahabu yazamukaga kubareba hejuru y'inzu,

9maze arababwira ati «Nzi ko Uhoraho yabahaye iki gihugu, ko ubwoba bwadutashye kandi ko abantu b'igihugu bose bahinda umushyitsi imbere yanyu,

10kuko twumvise bavuga ko Uhoraho yumukije imbere yanyu amazi y'inyanja y'Urufunzo igihe muvuye mu Misiri, twumvise kandi n'ibyo mwagiriye abami bombi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

b'Abahemori hakurya ya Yorudani, Sihoni na Ogi, mwarimbuye.

11Twarabyumvise ducika intege; maze imbere yanyu ntitwaba tugihumeka, kuko Uhoraho, Imana yanyu, ari Imana hejuru mu kirere kimwe na hano ku isi.

12None rero mubirahize Uhoraho: ubwo nababereye imfura, namwe muzabe ari ko muzagenzereza umuryango wanjye. Mumpe ikimenyetso kigaragara,

13ko data, mama, basaza banjye, barumuna banjye na bakuru banjye nta cyo bazaba n'ibyabo byose, ko ahubwo muzaturinda urupfu.»

14Ba bagabo baramusubiza bati «Turagapfa ubwacu, nitutababababarira; gusa ntimuzatuvemo! Uhoraho namara kuduha igihugu, tuzababanira neza kandi gipfura.»

15Nuko Rahabu abamanurira ku mugozi mu idirishya, kuko inzu ye yari ifatanye n'urukuta rw'umugi, akaba yari atuye muri urwo rukuta nyine.

16Arababwira ati «Mwerekeze iyo mu misozi, kugira ngo mudasakirana n'ababakurikiye; muzahihishe iminsi itatu, kugeza ubwo ababakurikiye bazagaruka, hanyuma muzashobora gukomeza urugendo rwanyu.»

17Abo bantu baramubwira bati «Dore uko tuzakurikiza iyo ndahiro uturahije:

18nitwinjira mu gihugu, uzazirike uyu mugozi utukura ku idirishya watumanuriyemo; maze so na nyoko na basaza bawe, n'umuryango wawe wose uzabakoranyirize iwawe mu nzu.

19Nihagira n'umwe muri mwe uzacaracara akajya hanze, amaraso ye ntazatubazwe, ubwo rero tuzaba turi abere; ariko uwo muzaba muri kumwe mu nzu, nihagira umukoza n'urutoki, amaraso ye azaduhame.

20Nyamara nutuvamo, ubwo tuzaba tutagikurikije iyi ndahiro waturahije.»

21Arabasubiza ati «Bibe nk'uko mubivuze!» Hanyuma arabasezerera baragenda, nuko azirika wa mugozi utukura ku idirishya.

22Barigendera, maze berekeza iyo mu misozi, bahamara iminsi itatu kugeza ubwo abari babakurikiye batahutse; abari babakurikiye, babashakiye ku muhanda wose, barababura.

23Nuko ba bantu babiri bamanuka umusozi, baragenda no kwa Yozuwe mwene Nuni, maze bamutekerereza ibyo babonye byose.

24Babwira Yozuwe bati «Mu by'ukuri, Uhoraho yatweguriye igihugu cyose, ndetse n'abaturage bacyo bose twabateye guhinda umushyitsi.»

## Yozuwe 3

### Bambuka Yorudani

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1 Yozuwe abyuka mu gitondo cya kare, we n'Abayisraheli bose; bava i Shitimu, baragenda maze bagera kuri Yorudani. Aho ngaho baraharara mbere yo kwambuka.

2 Nyuma y'iminsi itatu, abatware b'imbaga banyura mu ngando,

3 maze baha rubanda iri tegeko, bati «Nimubona Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho, Imana yanyu, n'abaherezabitambo b'Abalevi babuhetse, ubwo muzahereko muva aho muri, maze mubukurikire;

4 bityo muzamenye inzira mugomba kunyura, kuko iyo nzira nta bundi mwari mwayinyura. Ariko hagati yanyu na bwo, hajye hasigara intera ireshya n'imikono ibihumbi bibiri; ntimukabwegere.»

5 Hanyuma Yozuwe abwira rubanda, ati «Mwitagatifuze kuko ejo Uhoraho azakora ibitangaza hagati yanyu.»

6 Yozuwe abwira abaherezabitambo, ati «Nimuheke Ubushyinguro bw'Isezerano, maze mutambuke mujye imbere y'imbaga.» Baheka Ubushyinguro bw'Isezerano, maze bajya imbere y'imbaga.

7 Uhoraho abwira Yozuwe, ati «Uyu munsi ndatangira kukubahiriza mu maso ya Israheli, kugira ngo bamenye ko nzaba ndi kumwe nawe nk'uko nabanye na Musa.

8 Naho wowe, uhe iri tegeko abaherezabitambo baheka Ubushyinguro uti 'Nimugera ku nkombe y'amazi ya Yorudani, muhagarare muri Yorudani.'»

9 Yozuwe abwira Abayisraheli, ati «Nimwigire hino maze mwumve ijambo ry'Uhoraho, Imana yanyu.»

10 Nuko Yozuwe aravuga ati «Ibi ni byo muzamenyeraho ko Imana Nyir'ubuzima iri muri mwe, kandi ko izamenesha mubyirebera Umukanahani, Umuheti, Umuhivi, Umuperezi, Umugirigashi, Umuhemori, Umuyebuzi:

11 dore Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Umugenga w'isi yose bugiye kubabanziriza muri Yorudani.

12 None ubu rero, mufate abantu cumi na babiri mu miryango ya Israheli, umuntu umwe muri buri muryango.

13 Ubwo abaherezabitambo bahetse Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho, Umugenga w'isi yose, nibaba bagishinga ibirenge mu mazi ya Yorudani, ako kanya amazi ya Yorudani amanuka ava mu masoko aracikamo kabiri, maze yibumbire mu kizenga kimwe.»

14 Nuko imbaga isohoka mu mahema yayo kugira ngo yambuke Yorudani, naho abaherezabitambo bahetse Ubushyinguro bw'Isezerano bayigenda imbere.

15 Abahetse Ubushyinguro bw'Isezerano bagikandagira mu mazi yo ku nkengero, — koko kandi amazi ya Yorudani asendera ku nkombe zombi igihe cyose cy'isarura —,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16ako kanya amazi yamanukaga ava mu masoko arahagarara, maze yibumbira hamwe icyarimwe kure cyane ahitwa Adama, umugi uri hafi ya Saritani, naho amazi yamanukaga ajya mu nyanja ya Araba, ari yo nyanja y'Umunyu, arakama rwose, maze imbaga yambukira ahateganye na Yeriko.

17Nuko abaherezabitambo bahekaga Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho, bahagarara ku butaka bwumutse muri Yorudani rwagati, mu gihe Israheli yose yambukiraga ahumutse; abaherezabitambo ntibanyeganyega kugeza ubwo imbaga yose yari imaze kwambuka Yorudani.

## Yozuwe 4

### Amabuye cumi n'abiri y'urwibutso

1Ubwo imbaga yose imaze kwambuka Yorudani, Uhoraho abwira Yozuwe, ati

2«Fata abantu cumi na babiri muri rubanda, umuntu umwe muri buri muryango,

3maze ubategeke uti 'Mukure hano muri Yorudani nyirizina, aho ibirenge by'abaherezabitambo byari bihagaze, amabuye cumi n'abiri; muyambukane maze muyashinge aho muza kurara.'»

4Nuko Yozuwe ahamagara abantu cumi na babiri yari yatoranyije mu Bayisraheli, umuntu umwe muri buri muryango,

5maze Yozuwe arababwira ati «Nimunyure imbere y'Ubushyinguro bw'Uhoraho, Imana yanyu, mugane rwagati muri Yorudani, maze buri muntu atware ibuye ku rutugu, uko imiryango y'Abayisraheli ingana,

6kugira ngo ibyo bizababere ikimenyetso muzahorana. Ejo, abahungu banyu nibababaza bati 'Aya mabuye abibutsa iki?',

7muzabasubize muti 'Ni uko amazi ya Yorudani yacitsemo kabiri imbere y'Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho, igihe bunyuze muri Yorudani! Amazi ya Yorudani yacitsemo kabiri, none aya mabuye azahora atubera urwibutso, twe Abayisraheli.'»

8Nuko Abayisraheli bagenza uko Yozuwe yabategetse: batora amabuye cumi n'abiri yo muri Yorudani rwagati, nk'uko Uhoraho yari yabibwiye Yozuwe, bakurikije umubare w'imiryango y'Abayisraheli, maze barayajyana bayageza ku ngando baba ari ho bayashyira.

9Yozuwe ashingisha amabuye cumi n'abiri muri Yorudani rwagati, bayashinga aho abaherezabitambo bari bahetse Ubushyinguro bw'Isezerano bari bashinze ibirenge, kandi aracyahari na n'ubu.

10Abaherezabitambo bahetse Ubushyinguro baguma muri Yorudani rwagati, kugeza ubwo huzuzwa ibyo Uhoraho yari yategetse Yozuwe kubwira rubanda byose, nk'uko


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Musa yari yarabitegetse Yozuwe. Nuko imbaga yihutira kwambuka.

11Maze rero rubanda rwose rumaze kwambuka, Ubushyinguro bw'Uhoraho hamwe
n'abaherezabitambo banyura imbere y'imbaga.

12Bene Rubeni, bene Gadi n'igice kimwe cya kabiri cya bene Manase babanziriza
abandi Bayisraheli, bitegura intambara, nk'uko Musa yari yarabibabwiye.

13Abantu bageze ku bihumbi mirongo ine, bitwaje intwaro kandi biteguye kurwana,
banyura imbere y'Uhoraho bajya ahagana mu kibaya cya Yeriko.

14Uwo munsi Uhoraho yubahiriza Yozuwe mu maso y'Abayisraheli bose, nuko
bamutinya batyo nk'uko batinyaga Musa mu buzima bwe bwose.

15Nuko Uhoraho abwira Yozuwe, ati

16«Tegeka abaherezabitambo bahetse Ubushyinguro bw'Isezerano, bazamuke bave
muri Yorudani.»

17Maze Yozuwe ategeka abaherezabitambo, ati «Nimuzamuke muve muri Yorudani!»

18Nuko abaherezabitambo bahetse Ubushyinguro bw'Uhoraho barazamuka bava
muri Yorudani, bagishinga ibirenge imusozi, ako kanya amazi asubira mu mwanya
wayo, yongera gutemba nka mbere hagati y'inkombe zayo.

19Imbaga iva kuri Yorudani ku wa cumi w'ukwezi kwa mbere, maze icumbika i
Giligali, mu burasirazuba bwa Yeriko.

20Naho ya mabuye cumi n'abiri bakuye muri Yorudani, Yozuwe ayashingisha i
Giligali.

21Hanyuma abwira Abayisraheli ati «Ejo abahungu banyu nibabaza ba se bati 'Aya
mabuye abibutsa iki?',

22muzabimenyeshe abahungu banyu muvuga muti 'Israheli yambukiye Yorudani
hano humutse.

23Uhoraho, Imana yanyu, yakamije amazi ya Yorudani mubyirebera, kugeza ubwo
mwambutse, nk'uko Uhoraho, Imana yanyu, yabigize ku mazi y'inyanja y'Urufunzo,
ubwo yayakamyaga tubyirebera kugeza ubwo twambutse,

24kugira ngo abantu b'isi yose bamenye ko ikiganza cy'Uhoraho ari ikinyabubasha,
kugira ngo kandi iminsi yose mujye mutinya Uhoraho, Imana yanyu.'»

## Yozuwe 5

### Abayisraheli bagenywa i Giligali

1Abami bose b'Abahemori rero bo hakurya ya Yorudani mu burengerazuba, n'abami
bose b'Abakanahani bateganye n'inyanja, baza kumenya ko Uhoraho yumukije amazi
ya Yorudani imbere y'Abayisraheli, kugeza ubwo bambutse; nuko bacika intege,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bananirwa guhumeka imbere y'Abayisraheli.

2Icyo gihe Uhoraho abwira Yozuwe, ati «Ubajishe ibuye rityaye, maze wongere ugenye Abayisraheli.»

3Yozuwe abajisha ibuye rityaye, nuko agenya Abayisraheli ku musozi bahise bita «uw'igenywa».

4Dore impamvu yatumye Yozuwe abagenya: rubanda rwari rwaravuye mu Misiri, ab'igitsinagabo, abantu b'abatabazi bari baravuye mu Misiri bashiriye mu nzira bakiri mu butayu.

5Nuko rero, abavuye mu Misiri bose bari baragenywe, naho abavukiye mu butayu, rubanda rumaze kuva mu Misiri, bo nta bwo bari baragenywe.

6Koko rero, Abayisraheli bagenze imyaka mirongo ine mu butayu, kugeza ubwo ingabo zose zavuye mu Misiri zishira. Bari baranze kumvira ijambo ry'Uhoraho, bituma Uhoraho abarahirira kutazabereka igihugu yari yarasezeraniye ba sekuru babo ko azaduha, igihugu gitemba amata n'ubuki.

7Abahungu babo Uhoraho yashyize mu mwanya wabo, ni bo Yozuwe yagenye, kuko batigeze bagenywa, nta bwo bari babagenyeye mu nzira.

8Bamaze rero kugenya imbaga yose, bagumye mu ngando, barindiriye ko bakira.

9Nuko Uhoraho abwira Yozuwe, ati «Uyu munsi nabakijije ikimwaro mwavanye mu Misiri.» Aho hantu bahise Giligali kugeza na n'ubu.

## Pasika ya mbere muri Kanahani

10Abayisraheli baca ingando i Giligali, maze ku munsi wa cumi n'ine w'ukwezi, nimugoroba, bahimbaza Pasika mu kibaya cya Yeriko.

11Nuko bukeye bwa Pasika, barya imbuto zo muri icyo gihugu; barya imigati idasembuye n'amahundo yokeje, uwo munsi nyine.

12Bukeye bw'umunsi bariyeho imbuto zo mu gihugu, manu ntiyongera kuboneka. Abayisraheli ntibongera kubona manu, barya ibyeze mu gihugu guhera uwo mwaka.

## Umugaba w'ingabo z'Uhoraho

13Nuko igihe Yozuwe yari hafi ya Yeriko, yubura amaso aritegereza: abona umugabo uhagaze imbere ye; yari yakuye inkota mu rwubati ayifashe mu ntoki. Yozuwe aramwegera, aramubaza ati «Uri uwacu, cyangwa se uri uwo mu banzi bacu?»

14Aramusubiza ati «Oya, ahubwo ndi umugaba w'ingabo z'Uhoraho. None ndaje.» Nuko Yozuwe agwa apfukamye, yubika uruhanga ku butaka, maze aramubaza ati «Databuja arabwira iki umugaragu we?»

15Umugaba w'ingabo z'Uhoraho asubiza Yozuwe, ati «Vana inkweto mu birenge byawe, kuko aha uhagaze ari ahatagatifu.» Yozuwe abigenza atyo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Yozuwe 6

### Abayisraheli bafata Yeriko

1Yeriko yari ifunze bikomeye, nta wasohokaga nta n'uwinjiraga, kubera gutinya Abayisraheli.

2Uhoraho abwira Yozuwe, ati «Dore Yeriko n'umwami wayo n'abantu bayo bakomeye, ndabibeguriye.

3Mwebwe rero, ingabo zose ziri ku rugamba, muzazenguruke umugi incuro imwe; ibyo muzabigire iminsi itandatu.

4Abaherezabitambo barindwi bazatwara amahembe ya rugeyo, bajye imbere y'Ubushyinguro. Umunsi wa karindwi, umugi muzawuzenguruka karindwi, abaherezabitambo ari ko bavuza ihembe.

5Ihembe rya rugeyo nirivuga — mukumva ihembe riranguruye ijwi —, rubanda rwose ruzavuze urwamo rwinshi cyane, urukuta rw'umugi ruzaherako rwiture hasi, maze rubanda burire buri muntu aboneje imbere ye.»

6Yozuwe, mwene Nuni, ahamagaza abaherezabitambo, arababwira ati «Nimuheke Ubushyinguro bw'Isezerano, maze abaherezabitambo barindwi batware amahembe arindwi ya rugeyo, bajye imbere y'Ubushyinguro bw'Uhoraho.»

7Abwira na rubanda, ati «Nimugende muzenguruke umugi, ariko ingabo ziteguye kurwana zibanze imbere y'Ubushyinguro bw'Uhoraho.»

8Byose bigenda uko Yozuwe yabibwiye rubanda: abaherezabitambo barindwi batwaye amahembe arindwi ya rugeyo, bagenda bayavuza imbere y'Uhoraho. Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho bwari bubakurikiye.

9Ingabo ziteguye kurwana zari imbere y'abaherezabitambo bavuza ihembe; ingabo z'inyuma zikurikiye Ubushinguro; uko bavuzaga ihembe ni ko bagendaga.

10Yozuwe yari yahaye rubanda iri tegeko, agira ati «Ntimuzasakuze, ijwi ryanyu ntirizumvikane, kandi ntihazagire n'ijambo na rimwe risohoka mu kanwa kanyu, kugeza umunsi nzababwira nti 'Muvuze urwamo!'; ubwo ni ho muzavuza urwamo.»

11Ubushyinguro bw'Uhoraho buzenguruka umugi incuro imwe, hanyuma bagaruka mu ngando baraharara.

12Bukeye Yozuwe abyuka mu gitondo cya kare, maze abaherezabitambo baheka Ubushyinguro bw'Uhoraho.

13Abaherezabitambo barindwi batwara amahembe ya rugeyo imbere y'Ubushyinguro bw'Uhoraho, bongera kugenda bavuza ihembe. Ingabo ziteguye kurwana zagendaga imbere yabo, naho abandi bakurikira Ubushyinguro; bagenda bavuza ihembe.


© 2012, Bible Society of Rwanda.

14 Kuri uwo munsi wa kabiri, bazenguruka umugi incuro imwe, hanyuma bagaruka mu ngando. Babigenjeje batyo iminsi itandatu.

15 Ku munsi wa karindwi babyuka mu museke, maze bazenguruka umugi nk'uko bari basanzwe babigenza, bawuzenguruka incuro ndwi; uwo munsi wonyine ni bwo bazengurutse umugi incuro ndwi.

16 Ku ncuro ya karindwi, abaherezabitambo bakivuza ihembe, Yozuwe abwira rubanda ati «Nimuvuze urwamo! kuko Uhoraho yabeguriye umugi.

17 Umugi uzarimburwa n'ibiwurimo byegurirwe Uhoraho ; Rahabu wenyine, ya ndaya, ni we uzarokoka n'abo bazaba bari kumwe mu nzu, kuko yahishe intumwa twari twohereje.

18 Naho mwe, mumenye ko nta kigomba gucika ku icumu, kugira ngo umugi numara kurimbuka, mutazavaho mugira icyo muhakura, bigatuma ingando ya Israheli ihakura umuvumo, ikazavaho igusha ishyano.

19 Feza yose, zahabu yose, n'ibikozwe mu muringa cyangwa mu butare, ibyo byose bizegurirwa Uhoraho, maze byinjizwe mu mutungo w'Uhoraho.»

20 Rubanda ruvuza urwamo maze ihembe riroroma. Imbaga yumvise umworomo w'ihembe, bavuza urwamo rwinshi maze urukuta rw'umugi ruhita rurindimuka ako kanya; rubanda bazamuka biroha mu mugi buri wese aboneje imbere ye, maze bigarurira umugi.

21 Ibyari mu mugi byose barabitsemba, yaba umugabo, yaba umugore, umusore cyangwa umusaza, impfizi, intama n'indogobe, babimarira ku icumu.

### Yozuwe ababarira Rahabu

22 Yozuwe abwira ba bagabo babiri batase igihugu, ati «Nimwinjire mu nzu ya ya ndaya, maze mukuremo uwo mugore n'ibye byose, nk'uko mwabimurahiye.»

23 Ba basore baje gutata binjira kwa Rahabu, bamuvanamo, we na se, na nyina, na basaza be, n'ibye byose; bakuramo abo mu muryango we bose, maze babashyira hirya y'ingando ya Israheli.

24 Naho umugi bawutwikana n'ibiwurimo byose, keretse feza, zahabu n'ibindi bikozwe mu muringa no mu butare, maze babyongera ku mutungo w'Ingoro y'Uhoraho.

25 Yozuwe akiza atyo Rahabu w'indaya, n'umuryango we, n'ibye byose; kuko yahishe intumwa Yozuwe yari yohereje gutata Yeriko. Uwo mugore yabaye mu Bayisraheli, n'abamukomokaho bakomeje gutura muri bo kugeza na n'ubu.

26 Icyo gihe, Yozuwe arahira, agira ati «Arabe ikivume imbere y'Uhoraho, umuntu wese uzahirahira ngo arubaka uyu mugi wa Yeriko! Natangira kuwubaka, umwana we w'imfura azahagwa; nawushyiraho inzugi arangije, umuhererezi we ahagwe !»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

27 Uhoraho yagumanye na Yozuwe, wari umaze kuba ikirangirire mu gihugu cyose.

## Yozuwe 7

### Igicumuro n'igihano bya Akani

1 Abayisraheli bakora ikosa ryo kurenga ku muziro: Akani mwene Karumi, wa Zabudi, wa Zerahi wo mu muryango wa Yuda, atwara ku byaziririjwe, maze uburakari bw'Uhoraho bugurumanira Abayisraheli.

2 Yozuwe ari i Yeriko, yohereza abantu i Hayi hafi ya Betaweni, iburasirazuba bwa Beteli, nuko arababwira ati «Nimuzamuke mutate umugi.» Abo bantu barazamuka bajya gutata Hayi.

3 Bagarutse kwa Yozuwe, baramubwira bati «Si ngombwa ko rubanda rwose bazamuka! Abantu ibihumbi bibiri cyangwa bitatu, nibazamuke batere Hayi! Wikwiririrwa urushya rubanda rwose, kuko abahatuye ari bake cyane.»

4 Abantu bagera ku bihumbi bitatu muri rubanda barazamuka, ariko ab'i Hayi barabatsimbura.

5 Abantu b'i Hayi babicamo nk'abantu bagera kuri mirongo itatu na batandatu, barabakurikirana kuva ku marembo y'umugi wabo kugera i Shebarimu; babatatanyiriza kuri ako gacuri. Rubanda ntibaba bagifite umutima; ubutwari bwabo burayoka.

6 Yozuwe n'abakuru ba Israheli bashishimura imyambaro yabo, imitwe yabo bayuzuzamo umukungugu, maze bagwa hasi bubitse uruhanga ku butaka imbere y'Ubushyinguro bw'Uhoraho, birirwa batyo kugeza nimugoroba.

7 Yozuwe aravuga ati «Yebaba we, Nyagasani Mana! Kuki watumye aba bantu bambuka Yorudani? Ese kwari ukugira ngo utugabize Abahemori batumare? Byibura iyo twigumira hakurya ya Yorudani!

8 Nyagasani we, ubu se nzongera kuvuga iki ubwo Israheli yahunze abanzi bayo?

9 Abakanahani n'abandi baturage bose b'igihugu bazabyumva, batugarukane, maze izina ryacu rizimangane mu gihugu. Ubwo se uzakora iki ngo wubahishe izina ryawe ry'ikirangirire?»

10 Uhoraho abwira Yozuwe, ati «Haguruka! Kuki wubitse uruhanga ku butaka?

11 Israheli yaracumuye: banyiciye Isezerano, rya rindi nabashinze. Rwose basahuye ibintu nababujije, barabyiba, barabihisha maze babishyira mu byabo!

12 Ni cyo gituma Abayisraheli batazongera guhangana n'abanzi babo; bazajya babahunga, kuko babaye ibicibwa. Sinzongera kubashyigikira, nimutavanaho ibyo bintu bizira biri rwagati muri mwe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13 Haguruka, utagatifuze rubanda, ubabwire uti ’Nimwitagatifuze kubera umunsi w’ejo, kuko Uhoraho, Imana ya Israheli avuze atya: hari ikizira kiri muri wowe, Israheli; nta bwo uzashobora guhangana n’abanzi bawe, kugeza ubwo uzaba wikijije ikizira kikurimo’.

14 Muzakorane ejo mu gitondo, umuryango ukwawo undi ukwawo. Umuryango Uhoraho azerekana uzakoranyirizwe hamwe, inzu ukwayo indi ukwayo. Inzu na yo Uhoraho azaba yerekanye, abantu bo muri urwo rugo bazaze, umwe umwe.

15 Uzerekanwa ko ari we wakoze ikizira, azatwikwe we n’ibye byose, kuko yishe Isezerano ry’Uhoraho, akaba yarakoze ishyano muri Israheli.»

16 Yozuwe abyuka mu gitondo cya kare, maze akoranya Israheli, umuryango ukwawo, undi ukwawo; umuryango wa Yuda uba ari wo ubonekaho ikimenyetso.

17 Akoranya amazu yo kwa Yuda, ikimenyetso gifata inzu ya Zerahi; akoranya inzu ya Zerahi, urugo ukwarwo, urundi ukwarwo, maze urwa Zabudi ruba ari rwo rushyirwaho ikimenyetso.

18 Hanyuma akoranyiriza hamwe abo mu rugo rwa Zabudi, umuntu ku wundi, Akani mwene Karumi, wa Zabudi wa Zerahi wo mu muryango wa Yuda, aba ari we ikimenyetso gifata.

19 Yozuwe abwira Akani, ati «Mwana wanjye, ha ikuzo Uhoraho, Imana ya Israheli, maze umuramye! Ibyo wakoze bimbwize ukuri, ntugire icyo umpisha.»

20 Akani asubiza Yozuwe, ati «Mu by’ukuri, ni jye wacumuriye Uhoraho, Imana ya Israheli, kandi dore uko nabigenje:

21 mu minyago nabonyemo igishura cy’i Shineyari cyiza bitangaje, amasikeli magana abiri ya feza, n’akabumbe ka zahabu gapima amasikeli mirongo itanu, narabikunze maze ndabitwara. Dore nabibitse hariya mu gitaka mu ihema ryanjye rwagati, kandi feza ni yo iri hasi.»

22 Yozuwe yohereza intumwa zigenda ziruka no mu ihema: koko byari bihishe mu ihema rye, feza iri hasi.

23 Ibintu babikura mu ihema maze babizanira Yozuwe n’Abayisraheli bose; babimurikira Uhoraho.

24 Yozuwe azana Akani mwene Zerahi, hamwe na feza, igishura, n’akabumbe ka zahabu, abahungu be n’abakobwa be, impfizi ye, indogobe ye n’amatungo ye magufi, ihema rye, mbese ibye byose. Israheli yose yari yakoranye, maze bamujyana we n’ibye byose mu kabande ka Akori.

25 Nuko Yozuwe aramubaza ati «Kuki waduteje ibyago? Nawe Uhoraho naguteze ibyago, uyu munsi!» Nuko Israheli yose imwicisha amabuye, hanyuma bamutwikana n’ibye byose, maze bamurenzaho amabuye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

26Bamugerekaho ikirundo kinini cy'amabuye, na n'ubu kiracyariho. Noneho rero, Uhoraho ashira bwa burakari bwe bwagurumanaga, bituma aho hantu bahita kugeza na n'ubu «umubande wa Akori ».

## Yozuwe 8

### Hayi ifatwa

1Uhoraho abwira Yozuwe ati «Humura witinya! Jyana na rubanda rwose rushobora kurwana; uhaguruke utere Hayi. Itegereze, umwami wa Hayi n'ingabo ze, umugi we n'igihugu cye, ndabikweguriye.

2Uko wagenjeje Yeriko n'umwami wayo, uzabe ari ko ugenza Hayi n'umwami wayo; cyakora, iminyago n'amatungo muzabyitwarira. Ngaho rero, fata agatsiko k'abantu, ubahishe inyuma y'umugi.»

3Yozuwe arabaduka, we n'ingabo zose, kugira ngo bazamuke batere Hayi. Yozuwe atoranya abantu ibihumbi mirongo itatu, ingabo z'intwari, maze abohereza nijoro.

4Yari yababwiye ati «Mutege amatwi! Muzaba mwihishe mu bico inyuma y'uwo mugi; ntimuzajye kure y'umugi kandi muzabe mwiteguye mwese.

5Jye n'imbaga tuzaba turi kumwe, tuzegera umugi. Nibasohoka baduteye nk'uko babigize mbere, tuzabahunga,

6maze bazadukurikire kugeza ubwo tubageza kure y'umugi, kuko bazibwira bati 'Bongeye kuduhunga nk'ubwa mbere'. Tuzabahunga rero.

7Noneho mwe, muzasohoka mu bico byanyu maze mufate umugi; Uhoraho, Imana yanyu, awubegurire.

8Nimumara gufata umugi, muzawutwika; muzabigenza nk'uko Uhoraho yabivuze. Ng'iryo itegeko mbahaye.»

9Yozuwe arabohereza maze baca ibico barihisha; bashinga ibirindiro hagati ya Beteli na Hayi, mu burengerazuba bwa Hayi. Iryo joro nyine Yozuwe arara hamwe n'imbaga.

10Bukeye Yozuwe abyuka mu gitondo cya kare, yitegereza imbaga, noneho abona kuzamuka atera Hayi. Yari aherekejwe n'abakuru ba Israheli, barangaje imbere ya rubanda.

11Ingabo zose zari zakereye kurwana, zizamukana na we. Bageze ahateganye n'umugi, baca ingando mu majyaruguru ya Hayi, hakaba imanga hagati yabo na Hayi.

12Yozuwe ajyana n'abantu bageze ku bihumbi bitanu, abacamo ibico, bihisha hagati ya Beteli na Hayi, mu burengerazuba bw'umugi.

13Rubanda na bo baca ingando mu majyaruguru y'umugi, naho abari inyuma

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

basigara mu burengerazuba bwawo; iryo joro Yozuwe ajya mu kibaya rwagati.

14Umwami wa Hayi akibibona, we n'ingabo ze, bahaguruka n,ingoga, basohoka mu mugi baza kurwana na Israheli. Bahagarara ahantu hateganye na Araba, ariko ntiyari azi ko hari ibico by'abantu bamuteze, bihishe inyuma y'umugi.

15Yozuwe n'Abayisraheli bose baritsindisha, maze biruka bagana mu butayu.

16Abari mu mugi bose barasohoka, barabakurikirana, babaha induru. Bakurikira Yozuwe, maze bagera kure y'umugi.

17Muri Hayi na Beteli, nta muntu n'umwe wahasigaye adakurikiye Israheli; uko bakurikiranye Israheli, basiga badakinze amarembo y'umugi.

18Uhoraho abwira Yozuwe ati «Erekeza icumu ufite mu ntoki kuri Hayi, kuko ngiye kuyikwegurira.» Yozuwe yerekeza ku mugi icumu yari afite mu ntoki.

19Akirambura ikiganza, abari bihishe mu bico baturumbuka biruka, bava aho bari bihishe, binjira mu mugi maze barawufata; ubwo bahita bawutwika.

20Ab'i Hayi basubije amaso inyuma, babona umwotsi uracumba kugera ku ijuru. Nuko bumva ko nta ho bagihungiye, kuko Abayisraheli bahungiraga mu butayu bari babahindukiranye.

21Yozuwe na Israheli yose, babonye ko abari bihishe mu bico bigaruriye umugi, babonye n'umwotsi wazamukagamo, bahindukirana abantu b'i Hayi, barabarwanya.

22Abayisraheli bari mu mugi bawuvamo ngo bahure na bene wabo; batangatanga ab'i Hayi imbere n'inyuma, ubwo baba baragoswe, maze si ukubica habe ngo hagire n'ucika ku icumu cyangwa ngo ahunge!

23Umwami wa Hayi we yafashwe mpiri, bamuzanira Yozuwe.

24Nuko Abayisraheli bamaze kurimbagura ab'i Hayi, haba ku gasozi, haba no mu butayu aho bari babakurikiye hose, Israheli igaruka i Hayi, maze abahasigaye ibamarira ku icumu.

25Abapfuye uwo munsi, abagabo n'abagore, babaye ibihumbi cumi na bibiri bose b'i Hayi.

26Yozuwe ntiyigeze amanura ukuboko kwari gufashe icumu, kugeza ubwo atsembye Abanyahayi bose.

27Ubwo rero Israheli itwara iminyago y'amatungo n'ibindi byose basahuye mu mugi, nk'uko Uroraho yari yabibwiye Yozuwe.

28Yozuwe atwika Hayi maze ayihindura umuyonga, ako gasi k'amabuye karacyariho na n'ubu.

29Naho umwami wa Hayi, Yozuwe amumanika ku giti kugeza nimugoroba, maze

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

izuba rirenze ategeka ko bamanura umurambo ku giti: bawujugunya inyuma y'amarembo y'umugi, maze bawugerekaho ikirundo cy'amabuye kikiriho na n'ubu.

### Basomera Itegeko ku musozi wa Ebali

30Yozuwe yubakira Uhoraho, Imana ya Israheli, urutambiro ku musozi wa Ebali,

31nk'uko Musa, umugaragu w'Uhoraho, yari yarabitegetse Abayisraheli, mbese nk'uko byanditswe mu gitabo cy'Itegeko rya Musa: urutambiro rw'amabuye atabajwe, atigeze agerwaho n'igikoresho cy'icyuma. Bashyiraho ibitambo bitwikirwa Uhoraho, bahatangira n'amaturo y'ubuhoro.

32Nuko aho ngaho Yozuwe ahandukurira ku mabuye itegeko rya Musa; aryandikira imbere y'Abayisraheli.

33Israheli yose, n'abakuru bayo, n'abatware bayo, n'abacamanza bayo, bari bakikije Ubushyinguro. Yaba umusuhuke cyangwa kavukire, bose bari imbere y'abaherezabitambo b'Abalevi batwaraga Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho. Bamwe bari imbere y'umusozi wa Garizimu, abandi imbere ya Ebali, nk'uko Musa, umugaragu w'Uhoraho, yari yarabitegetse, kugira ngo Abayisraheli babanze bahabwe umugisha.

34Nyuma y'ibyo, Yozuwe asoma amagambo yose y'Itegeko, umugisha n'umuvumo, nk'uko byari byanditswe byose mu gitabo cy'Itegeko.

35Nta jambo na rimwe mu yo Musa yategetse, Yozuwe atasomye imbere y'ikoraniro ryose ry'Abayisraheli, harimo abagore, abana n'abasuhuke babaga muri bo.

## Yozuwe 9

### Bagirana isezerano n'abantu b'i Gibewoni

1Ubwo rero, bamaze kubyumva, abami bose b'iburengerazuba bwa Yorudani, bari batuye mu Misozi, mu Mirambi no ku nkengero zose z'Inyanja ngari, kugeza kuri Libani, ari bo Abaheti, Abahemori, Abakanahani, Abaperezi, Abahivi, Abayebuzi,

2bashyira hamwe ngo barwanye Yozuwe na Israheli.

3Abaturage b'i Gibewoni bumvise ibyo Yozuwe yakoreye Yeriko na Hayi,

4na bo bakoresha uburyarya bagerageza kwiyoberanya. Nuko indogobe zabo bazihekesha ibifuka bishaje, n'impago z'impu zishaje za divayi, zatobaguritse kandi ziteye ibiremo;

5bambara inkweto zishaje na zo ziteye ibiremo, kandi bambara imyenda y'ubushwambagara; imigati batwayeho impamba yari yumye kandi ivungaguritse.

6Basanga Yozuwe mu ngando y'i Giligali ari kumwe n'Abayisraheli, maze baramubwira bati «Tuvuye mu gihugu cya kure, turagira ngo tugirane isezerano.»


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7Abayisraheli basubiza abo Bahivi, bati «Aho none ntimwaba mutuye muri twe?
Ubwo se twagirana isezerano dute?»

8Ariko babwira Yozuwe bati «Turi abagaragu bawe.» Nuko Yozuwe arababaza ati
«Muri bande se, kandi muraturuka he?»

9Na bo bati «Abagaragu bawe baturutse mu gihugu cya kure cyane ku mpamvu
y'Uhoraho, Imana yawe, kuko twumvise ikuzo rye, ibyo yakoreye mu Misiri byose,

10n'ibyo yakoreye abami bombi b'Abahemori bari batuye hakurya ya Yorudani,
Sihoni, umwami wa Heshiboni, na Ogi, umwami wa Bashani, wari utuye i Ashitaroti.

11Abakuru bacu n'abaturage b'igihugu cyacu bose baradutumye bati 'Mutware
impamba, mugende maze mubabwire muti 'Turi abagaragu banyu; none rero,
mureke tugirane isezerano.'

12Dore umugati wacu wari ushyushye ubwo twakoraga impamba tuva mu ngo zacu,
umunsi tuza hano iwanyu; none ubu warumye kandi ni ubuvungukira.

13Izi mpago z'impu zirimo divayi twayishyizemo ari nshya, none dore zirashaje;
imyambaro yacu n'inkweto zacu dore byashajishijwe n'urugendo rurerure.»

14Abayisraheli basangira na bo ku mpamba zabo, ariko batagishije inama Uhoraho.

15Nuko Yozuwe agirana na bo isezerano, abaha amahoro kugira ngo barokoke;
abakuru b'umuryango na bo barabirahirira.

16Hashize iminsi itatu bagiranye isezerano, Abayisraheli baza kumenya ko ba bantu
ari abaturanyi babo kandi ko batuye muri bo.

17Abayisraheli baragenda, maze ku munsi wa gatatu binjira mu migi yabo, ari yo
Gibewoni, Kefira, Beyeroti na Kiriyati-Yeyarimu.

18Abayisraheli ntibabica, kuko abakuru b'umuryango bari barabirahiriye mu izina
ry'Uhoraho, Imana ya Israheli, ariko imbaga yose yinubira abakuru bayo.

19Abakuru b'umuryango babwira rubanda rwose bati «Twabarahiriye mu izina
ry'Uhoraho, Imana ya Israheli, bityo rero nta kibi twabagirira.

20Dore uko tuzabagenza: tuzareka babeho kugira ngo tutikururira uburakari
bw'Uhoraho, kubera indahiro twabarahiriye.»

21Abakuru b'umuryango barongera bati «Nibabeho! Ariko bajye basa inkwi kandi
bajye bavomera amazi ikoraniro ryose.» Abakuru b'umuryango basubiza batyo
ikoraniro.

22Yozuwe ahamagara Abagibewoni, arababwira ati «Kuki mwatubeshye ngo 'Dutuye
kure cyane', kandi mutuye muri twe nyirizina?

23Kuva ubu mubaye ibivume, kandi nta n'umwe muri mwe uzareka kuba umugaragu,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

no kwasa inkwi no kuvoma amazi, mu Nzu y'Imana yanjye.»

[24]Basubiza Yozuwe, bagira bati «Koko, twebwe abagaragu bawe twari twarumvise kenshi bavuga iby'Uhoraho, Imana yawe; n'uko yari yategetse Musa umugaragu we kubaha igihugu cyose no gutsemba abaturage b'igihugu cyose imbere yanyu. Twarabatinye cyane; ni cyo cyatumye tubigenza dutyo.

[25]None ubu turi mu maboko yawe; tugire uko ubona bikwiye kandi bigutunganiye.»

[26]Yozuwe abagenza atyo, maze abakura mu nzara z'Abayisraheli, ntibabica.

[27]Uwo munsi nyine, Yozuwe abashinga imirimo yo kwasa inkwi no kuvomera amazi ikoraniro n'urutambiro rw'Uhoraho, aho Imana izihitiramo, kugeza na n'ubu.

## Yozuwe 10

### Yozuwe atsinda abami batanu b'Abahemori barwaniraga Gibewoni

[1]Nuko Adoni-Sedeki, umwami wa Yeruzalemu, amenya ko Yozuwe yigaruriye Hayi akanayirimbura, ko yagize Hayi n'umwami wayo nk'uko yagize Yeriko n'umwami wayo, kandi ko abaturage ba Gibewoni bagiranye isezerano ry'amahoro na Israheli kandi bakaba batuye muri bo.

[2]Bibatera ubwoba cyane, kuko Gibewoni wari umugi mugari ungana n'imigi ifite abami, uruta kure Hayi kandi abantu bawo bose bakaba intwari.

[3]Adoni-Sedeki, umwami wa Yeruzalemu, yohereza intumwa kwa Howamu, umwami w'i Heburoni, kwa Pireyamu, umwami wa Yarimuti, kwa Yafiya, umwami wa Lakishi, no kwa Debiri, umwami wa Egiloni, ati

[4]«Muzamuke muze iwanjye, muntabare turwanye Gibewoni kuko yagiranye isezerano ry'amahoro na Yozuwe n'Abayisraheli.»

[5]Abo bami batanu b'Abahemori, ari bo umwami wa Yeruzalemu, uwa Heburoni, uwa Yarimuti, uwa Lakishi n'uwa Egiloni, bishyira hamwe maze bazamukana n'imitwe y'ingabo zabo yose, bajya guca ingando imbere y'umugi wa Gibewoni kugira ngo bawutere.

[6]Abantu b'i Gibewoni batuma kuri Yozuwe wari mu ngando y'i Giligali, bati «Ntutererane abagaragu bawe; zamuka n'ingoga udukize kandi uturwaneho: dore abami b'Abahemori bose batuye mu Misozi, bishyize hamwe baradutera.»

[7]Yozuwe n'imbaga yose yakereye kurwana bava i Giligali, barazamuka.

[8]Uhoraho abwira Yozuwe, ati «Ntutinye, nabakweguriye; nta n'umwe muri bo uzaguhangara.»

[9]Yozuwe azamuka ijoro ryose aturutse i Giligali, nuko abagwa gitumo.

[10]Uhoraho abaca intege imbere ya Israheli, maze banesherezwa bikomeye i


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Gibewoni; abakurikirana ahamanuka hagana i Betihoroni, maze arabarwanya kugeza i Azeki n'i Makeda.

11Uko bagahunze Israheli bakamanuka Betihoroni, Uhoraho abamanuriraho amabuye manini ava mu ijuru barinda bagera i Azeki, maze barapfa. Abishwe n'amabuye y'urubura babaye benshi, kuruta abishwe n'inkota y'Abayisraheli.

12Kuri uwo munsi, umunsi Uhoraho yegurira Abahemori mu maboko y'Abayisraheli, ni ho Yozuwe yabwiriye Uhoraho imbere y'Abayisraheli, ati «Zuba, hagarara hejuru ya Gibewoni, nawe kwezi, hejuru y'akabande ka Ayaloni !»

13Nuko izuba rirahagarara, n'ukwezi ntikongera gutirimuka, kugeza ubwo Abayisraheli bamaze kwivuna abanzi babo. Ibyo se, si ko byanditswe mu «Gitabo cy'Intungane »? Izuba ryemaraye hagati ku ijuru maze ntiryihutira kurenga, bimara nk'umunsi wose.

14Haba mbere, haba na nyuma, nta bundi higeze habaho umunsi nk'uwo Uhoraho yumvira umuntu, kuko Uhoraho yarwaniriraga Israheli.

15Nuko Yozuwe na Israheli yose bagaruka mu ngando i Giligali.

### Yozuwe yica abami batanu baneshejwe

16Ubwo ba bami batanu bari bahunze, bari bihishe mu buvumo i Makeda.

17Baza kubwira Yozuwe bati «Ba bami batanu babonetse, bihishe mu buvumo i Makeda.»

18Yozuwe arasubiza ati «Muhirikire amabuye manini ku muryango w'ubuvumo, kandi mushyire hafi yabwo abantu bo kuburinda.

19Naho mwe ntimuhatinde, nimukurikire abanzi banyu mubabuze ubuhumeka; kandi ntimukareke basubira mu migi yabo, kuko Uhoraho, Imana yanyu, yababeguriye.»

20Yozuwe n'Abayisraheli bamaze kubatsinda uruhenu, babatsembye; abacitse ku icumu barahunga maze bigira mu migi ikomeye.

21Rubanda rwose bagaruka mu ngando amahoro, aho Yozuwe yari ari i Makeda; ntihagira uwongera gushotora Abayisraheli.

22Nuko Yozuwe arababwira ati «Mukingure umuryango w'ubuvumo, maze munzanire ba bami batanu.»

23Babigenza batyo, maze bavana mu buvumo ba bami uko ari batanu babashyira Yozuwe: umwami wa Yeruzalemu, uwa Heburoni, uwa Yarimuti, uwa Lakishi n'uwa Egiloni.

24Ba bami batanu bagisohoka ngo bashyirwe Yozuwe, we nyine ahamagaza imbaga yose ya Israheli, maze abwira abagaba b'ingabo bari kumwe na we, ati «Nimwigire

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

hino, mukandagire abo bami ku gakanu.» Baregera maze bakandagira abami ku gakanu.

25Yozuwe ati «Mwitinya kandi ntimugire ubwoba, mukomere kandi mube intwari! Kuko ari uko Uhoraho azagenzereza abanzi bose muzashyamirana.»

26Yozuwe akubita ba bami, arabica maze babamanika ku biti bitanu; babigumaho kugeza nimugoroba.

27Izuba rirenze, Yozuwe ategeka ko babamanura bakabajugunya mu buvumo aho bari bihishe. Barunda amabuye manini ku muryango w'ubuvumo, kandi akaba agihari na n'ubu.

### Yozuwe yigarurira imigi yo mu majyepfo

28Uwo munsi, Yozuwe atera Makeda maze arayitsemba hamwe n'umwami wayo; abantu baho bose abamarira ku icumu, nta n'umwe wasigaye ari muzima, maze umwami wa Makeda amugenza nk'uko yagenjeje umwami wa Yeriko.

29Yozuwe ari kumwe na Israheli yose, ava i Makeda ajya i Libuna, maze atera na Libuna.

30Uhoraho arayibegurira na yo hamwe n'umwami wayo, maze Abayisraheli bamarira ku icumu abantu baho bose; nta wasigaye ari muzima, nuko umwami wayo amugenza uko yagenjeje umwami wa Yeriko.

31Yozuwe ari kumwe na Israheli yose, ava i Libuna ajya i Lakishi; arahagota maze arahatera.

32Uhoraho agabiza Lakishi Abayisraheli, bayigarurira ku munsi wa kabiri, bamarira ku icumu abantu bari bahatuye bose, mbese nk'uko yagize Libuna.

33Nuko Horamu, umwami wa Gezeri, aza gutabara Lakishi, ariko Yozuwe amwicana n'ingabo ze, ntiyamusigira n'umuntu muzima n'umwe.

34Yozuwe, ari kumwe na Israheli yose, ava i Lakishi, ajya Egiloni, barahagota maze barahatera.

35Bayinesha uwo munsi, maze babamarira ku icumu; abantu bari bahatuye bose barabatsemba uwo munsi, nk'uko bagenjeje Lakishi.

36Yozuwe, ari kumwe na Israheli yose, azamuka ava i Egiloni, ajya i Heburoni, maze barayitera.

37Barahigarurira, abantu baho n'umwami babamarira ku icumu, n'imigi yose iyikikije barayitsemba. Habe ngo hasigare n'uwa kirazira, mbese nk'i Egiloni, bayitsembana n'abayituye bose.

38Yozuwe, ari kumwe na Israheli yose, ahindurira i Debiri, maze arahatera.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

39Barayifata hamwe n'umwami wayo n'imigi iyikikije yose; bamarira ku icumu abantu bahahabaga bose, barabatsemba. Yozuwe nta n'umwe yasize akiri muzima. Agenza Debiri n'umwami wayo nk'uko yagenjeje Heburoni, cyangwa uko yagenjeje Libuna n'umwami wayo.

40Yozuwe atsinda igihugu cyose: Imisozi, Negevu, Imirambi, Imicyamu, n'abami baho bose. Ntihagira n'umwe urokoka, maze atsemba igihumeka cyose, nk'uko Uhoraho, Imana ya Israheli, yabitegetse.

41Yozuwe arabatsinda kuva i Kadeshi- Barineya kugera i Gaza n'igihugu cyose cya Gosheni kugera i Gibewoni.

42Yozuwe atera abo bami bose n'ibyo bihugu byose mu gihe kimwe, kuko Uhoraho, Imana ya Israheli, yarwaniraga Israheli.

43Nuko Yozuwe n'Abayisraheli baratabaruka, basubira mu ngando i Giligali.

## Yozuwe 11

### Igitero cy'i Meromi

1Ubwo Yabini, umwami w'i Hasori, aba arabyumvise atuma kuri Yobabu umwami w'i Meromi, no ku mwami w'i Shimeroni no ku mwami w'i Akishafi,

2ndetse no ku bami bari batuye mu Misozi yo mu majyaruguru, no muri Araba mu majyepfo ya Kinaroti, mu bihugu by'Imirambi no mu mpinga z'imisozi ya Dori mu burengerazuba,

3ari bo Abakanahani bari mu burasirazuba no mu burengerazuba, Abahemori, Abaheti, Abaperizi n'Abayebuzi bari mu Misozi, n'Abahivi bari hepfo ya Herimoni mu gihugu cya Misipa.

4Barasohoka rero, bo n'ingabo zabo zose, zarutaga ubwinshi umusenyi wo ku nkombe y'inyanja, bajyana n'amafarasi n'amagare menshi cyane.

5Abo bami bose bahana umugambi maze baca ingando bose hamwe ku mazi y'i Meromi, kugira ngo barwane na Israheli.

6Uhoraho abwira Yozuwe, ati «Ntubatinye, kuko ejo iki gihe nyine, nzabagabiza Israheli bose bicwe; amafarasi yabo uzayace ibitsi maze amagare yabo uyatwike.»

7Yozuwe n'ingabo zose ziteguye kurwana, babagwa gitumo ku mazi ya Meromi maze babirohaho.

8Uhoraho abarekurira Israheli, irabanesha, irabakurikirana kugera kuri Sidoni-Nini, no kugera i Misirefoti mu burengerazuba, no mu kibaya cy'i Misipa mu burasirazuba. Barabica ntibababasigira n'umuntu muzima n'umwe.

9Yozuwe abagenza uko Uhoraho yabimutegetse; amafarasi yabo ayaca ibitsi,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

amagare yabo arayatwika.

### Hasori ifatwa

10Icyo gihe, Yozuwe arahindukira afata Hasori; umwami w'aho amwicisha inkota,
koko kandi Hasori ni yo yahoze ari umugi mukuru w'izo ngoma zose.

11Abari bahatuye bose babamarira ku icumu barabatsemba; ntihasigara n'ikintu na
kimwe mu bifite ubuzima, na Hasori barayitwika.

12Yozuwe afata imigi yose y'abo bami, n'abo bami abamarira ku icumu, atsemba
n'abaturage bayo bose nk'uko Musa, umugaragu w'Uhoraho, yari yarabimutegetse.

13Nyamara, imigi yose yari yubatswe ku mirenge, Abayisraheli ntibatwitse n'umwe,
uretse Hasori yonyine yatwitswe na Yozuwe.

14Imicuzo yose yo muri iyo migi n'amatungo, Abayisraheli babitwayeho iminyago,
ariko abantu bose babamariye ku icumu kugeza ko babatsembye; nta gifite ubuzima
na kimwe bahasize.

15Nk'uko Uhoraho yari yarabitegetse Musa, umugaragu we, Musa na we akabitegeka
Yozuwe, Yozuwe ni ko yabikurikije: nta kintu na kimwe yaretse mu byo Uhoraho
yategetse Musa byose.

### Yozuwe arangiza gufata igihugu

16Ng'uko uko Yozuwe yafashe igihugu cyose: Imisozi, Negevu yose, igihugu cya
Gosheni cyose, Imirambi, Araba, imisozi ya Israheli n'imirambi yayo.

17Kuva ku musozi wa Halaki uri ahagana i Seyiri, kugeza i Behali-Gadi, mu kibaya cya
Libani kiri mu nsi y'umusozi wa Herimoni, Yozuwe yigarurira abami baho bose,
arabakubita maze arabica.

18Abo bami bose Yozuwe yabarwanyije mu minsi myinshi cyane.

19Nta mugi n'umwe wigeze kugirana isezerano ry'amahoro na Israheli, uretse
Abahivi batuye i Gibewoni, indi yose yabaye ingaruzwamuheto.

20Koko kandi, Uhoraho yiyemeje kunangira imitima yabo ngo barwane na Israheli,
kugira ngo babone uko babatsemba nta mbabazi, kandi bashobore kubarimbura
nk'uko Uhoraho yabitegetse Musa.

21Icyo gihe, Yozuwe yatsinze Abanaki bo mu misozi miremire, i Heburoni, i Debiri, i
Anabu, imisozi yose ya Yuda n'imisozi yose ya Israheli. Yozuwe abatsembana n'imigi
yabo.

22Ntihasigara Umunaki n'umwe mu gihugu cya Israheli, nyamara basigara i Gaza, i
Gati na Ashidodi.

23Yozuwe afata igihugu cyose, akurikije ibyo Uhoraho yabwiye Musa, na we akiraga
Israheli maze arakibagabanya akurikije imiryango. Ahasigaye igihugu kiratuza,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

intambara irahosha.

## Yozuwe 12

### Amazina y'abami Israheli yatsinze.

1Dore amazina y'abami b'ibihugu Abayisraheli batsinze, kandi bakigarurira ibihugu byabo hakurya ya Yorudani, mu burasirazuba, kuva mu kibaya cya Arunoni kugera ku musozi wa Herimoni, na Araba yose, ahagana mu burasirazuba:

2Sihoni, umwami w'Abahemori wari utuye i Heshiboni; yategekaga igice kimwe cya Gilihadi, kuva ku masumo ya Arunoni ari hepfo, no kuva Aroweri iri haruguru yayo, kugeza ku masumo ya Yaboki, ari rwo rubibi rwa bene Amoni;

3yategekaga na Araba kugera ku nyanja ya Kineroti iburasirazuba no kugera ku Nyanja ya Araba, ari yo Inyanja y'Umunyu, iburasirazuba, ahagana i Betiyeshimoti no mu majyepfo y'imicyamu ya Pisiga.

4Naho Ogi, umwami wa Bashani, akaba n'umwe mu Barefayimu ba nyuma, yari atuye i Ashitaroti n'i Edereyi.

5Yategekaga umusozi wa Herimoni, Salika na Bashani yose kugera ku rugabano rw'Abageshuri n'Abamahaka, ndetse no ku gice cya kabiri cya Gilihadi, kugera ku rugabaniro rwa Sihoni, umwami wa Heshiboni.

6Musa, umugaragu w'Uhoraho n'Abayisraheli barabatsinze, maze Musa, umugaragu w'Uhoraho, ibyo bihugu byose abiha bene Rubeni, bene Gadi na kimwe cya kabiri cy'umuryango wa Manase, ngo bibe ibyabo.

7Dore amazina y'abami bo mu gihugu Yozuwe n'Abayisraheli batsinze, hakurya ya Yorudani, mu burengerazuba, kuva i Behali-Gadi mu kibaya cya Libani, kugera ku musozi wa Halaki uzamuka ugana i Seyiri. Izo ntara zose, Yozuwe azihera imiryango ya Israheli ngo zibe izabo, akurikije uko imiryango yabo igabanyije.

8Izo ntara ni izo mu Misozi, mu Mirambi, muri Araba no ku Micyamu, mu butayu no muri Negevu, zari zituwe n'Abaheti, Abahemori, Abakanahani, Abaperezi, Abahivi n'Abayebuzi.

9Umwami w'i Yeriko, umwe. Umwami w'i Hayi, iruhande rwa Beteli, umwe.

10Umwami w'i Yeruzalemu, umwe. Umwami w'i Heburoni, umwe.

11Umwami w'i Yarimuti, umwe. Umwami w'i Lakishi, umwe.

12Umwami w'i Egiloni, umwe. Umwami w'i Gezeri, umwe.

13Umwami w'i Debiri, umwe. Umwami w'i Gederi, umwe.

14Umwami w'i Horima, umwe. Umwami w'i Aradi, umwe.

15Umwami w'i Libuna, umwe. Umwami w'i Adulami, umwe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16Umwami w'i Makeda, umwe. Umwami w'i Beteli, umwe.

17Umwami w'i Tapuwa, umwe. Umwami w'i Heferi, umwe.

18Umwami w'i Afeki, umwe. Umwami w'i Sharoni, umwe.

19Umwami w'i Meromi, umwe. Umwami w'i Hasori, umwe.

20Umwami w'i Shimeroni-Meroni, umwe. Umwami w'i Akishafi, umwe.

21Umwami w'i Tanaki, umwe. Umwami w'i Megido, umwe.

22Umwami w'i Kedeshi, umwe. Umwami w'i Yokineyamu, i Karumeli, umwe.

23Umwami w'i Dori, ku musozi wa Dori, umwe. Umwami w'Abagoyimu, hafi ya Giligali, umwe.

24Umwami w'i Tirisa, umwe. Abo bami bose hamwe ni mirongo itatu n'umwe.

## Yozuwe 13

### IMIRYANGO YA ISRAHELI YIGABANYAIGIHUGU

#### Ibihugu bitahiwe gutsindwa

1Yozuwe yari ashaje kandi ageze mu zabukuru. Nuko Uhoraho aramubwira ati «Urashaje kandi ugeze mu zabukuru; ikindi kandi, ahasigaye kwigarurirwa haracyari hanini cyane.

2Dore igihugu gisigaye uko kingana: Hari intara zose z'Abafilisiti n'iz'Abageshuri zose,

3kuva kuri Shihori ahateganye na Misiri kugeza mu karere ka Ekironi, mu majyaruguru, twakwita ah'Abakanahani. Abami batanu b'Abafilisiti ni aba: uw'i Gaza, uw'i Ashidodi, uw'i Ashikeloni, uw'i Gati n'uw'i Ekironi. (Kandi haracyari n'Abahawi batuye mu majyepfo.)

4Hasigaye n'igihugu cyose cy'Abakanahani, n'icya Meyara gituwe n'Abasidoni kugera i Afeki, ukagera no ku rubibi rw'Abahemori;

5ukongeraho n'igihugu cy'Abagibili na Libani yose mu burasirazuba, kuva i Behali-Gadi mu nsi y'umusozi wa Herimoni kugera i Hamati.

6Hasigaye n'abaturage bose bo mu misozi, kuva i Libani kugera i Misirefoti, n'Abasidoni bose. Nzabanyaga ubwanjye mu maso y'Abayisraheli. Icyo ugomba gukora gusa, ni ukubiraga Israheli nk'uko nabigutegetse.

7None rero, iki gihugu kigabanye, ugiheho umunani imiryango cyenda n'icya kabiri cya Manase: bagabanye igihugu cyose kuva kuri Yorudani kugera ku Nyanja Nini iburengerazuba, Inyanja Nini izababera imbago.

#### Uko bari bagabanyije ibihugu by'iburasirazuba bwa Yorudani


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8 Ikindi cya kabiri cya Manase hamwe na bene Rubeni na bene Gadi, Musa yari yabahaye umunani wabo hakurya ya Yorudani mu burasirazuba. Dore uko Musa, umugaragu w'Uhoraho yawubahaye:

9 kuva Aroweri iri haruguru y'amasumo ya Arunoni no kuva ku mugi uri hepfo, iruhande rw'amasumo; umurambi wose wa Madaba kugera i Diboni;

10 imigi yose ya Sihoni, umwami w'Abahemori wategekeraga i Heshiboni kugeza ku rugabano rw'Abahamori;

11 ukongeraho Gilihadi n'igihugu cy'Abageshuri n'Abamahaka, ndetse n'umusozi wose wa Herimoni na Bashani yose kugera i Salika;

12 no muri Bashani, igihugu cyose cy'umwami Ogi, wategekeraga Ashitaroti na Edereyi, kandi akaba yari umwe mu Barefayimu bari basigaye. Musa yarabatsinze, maze arabanyaga.

13 Ariko Abayisraheli ntibanyaze Abageshuri n'Abamahaka; bituma Abageshuri n'Abamahaka bakomeza gutura muri Israheli kugeza na n'ubu.

14 Umuryango wa Levi wonyine ni wo utahawe umunani: Uhoraho, Imana ya Israheli, ni we beguriweho umurage, nk'uko bari barabisezeranyijwe.

### Umunani wa bene Rubeni

15 Musa yari yahaye umugabane umuryango wa bene Rubeni, akurikije amazu yabo.

16 Bahawe igihugu giherereye Aroweri haruguru y'amasumo ya Arunoni, n'umugi w'iruhande rw'amasumo, n'umurambi wose ugera kuri Madaba,

17 bahawe Heshiboni n'imigi yayo yose iri ku murambi: Diboni, Bamoti-Behali, Beti-Behali, Mewoni,

18 Yahasi, Kedemoti, Mefahati,

19 Kiryatayimu, Sibima, Sereti-Shahari yo mu misozi ikikije ikibaya,

20 Beti-Pewori, imicyamo ya Pisiga na Betiyeshimoti;

21 bahawe n'imigi yose yo ku murambi, igihugu cyose cya Sihoni, umwami w'Abahemori wategekeraga i Heshiboni, Musa akamwicira hamwe n'abategetsi b'i Madiyani: ari bo Ewi, Rekemi, Suri, Huri na Reba bari batuye mu gihugu bagategekwa na Sihoni.

22 Mu bo Abayisraheli bishe hari na Balamu mwene Bewori w'umupfumu, bicishije inkota.

23 Urubibi rwa bene Rubeni rwari Yorudani n'ibiyikikije. Uwo ni wo munani bene Rubeni bahawe, bakurikije amazu yabo, imigi n'imidugudu yabo.

### Umunani wa bene Gadi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

24 Musa kandi yari yahaye umugabane umuryango wa bene Gadi, akurikije amazu yabo.

25 Intara bahawe ni Yazeri, imigi yose ya Gilihadi n'icya kabiri cy'igihugu cy'Abahamoni kugera i Aroweri, ahateganye na Raba;

26 hanyuma bahawe kuva i Heshiboni kugera i Ramati-Misipa na Betonimi, no kuva i Mahanayimu kugera ku rugabano rwa Lodebari.

27 Mu kibaya bahawe na Betiharamu, Betinimira, Sukoti, Safoni, ahasigaye h'igihugu cya Sihoni, umwami wa Heshiboni, hamwe na Yorudani n'ibiyikikije kugera ku mpera z'inyanja ya Kinereti, hakurya ya Yorudani, iburasirazuba.

28 Uwo ni wo munani Bene Gadi bahawe bakurikije amazu yabo, imigi n'imidugudu yabo.

### Umunani w'icya kabiri cya bene Manase

29 Icya kabiri cy'umuryango wa bene Manase, Musa yari yagihaye umugabane akurikije amazu yabo.

30 Intara bahawe ni uguhera i Mahanayimu, Bashani yose, igihugu cyose cya Ogi, umwami wa Bashani, n'ingando za Yayiri zose zari muri Bashani, byose hamwe biba imigi mirongo itandatu.

31 Icya kabiri cy'intara ya Gilihadi, hamwe na Ashitaroti na Ediroti, imigi y'igihugu cy'umwami Ogi muri Bashani, byahawe icya kabiri cya bene Makiri, umuhungu wa Manase, bakurikije amazu yabo.

32 Uwo ni wo munani Musa yatanze mu bibaya bya Mowabu hakurya ya Yorudani, mu burasirazuba bwa Yeriko.

33 Ariko Musa nta munani yahaye bene Levi; Uhoraho, Imana ya Israheli ni we munani wabo nk'uko yari yabibabwiye.

## Yozuwe 14

### Uko bagabanyije igihugu cya Kanahani

1 Dore ibyo Abayisraheli barazwe mu gihugu cya Kanahani, ibyo umuherezabitambo Eleyazari, Yozuwe mwene Nuni, n'abakuru b'amazu yo mu miryango ya Israheli babahayeho umurage.

2 Bahabwaga umunani wabo hakoreshejwe ubufindo, nk'uko Uhoraho yari yatumye Musa kugira ngo abitegeke imiryango cyenda na kimwe cya kabiri cy'umuryango, itari yarawuhawe.

3 Koko rero indi miryango ibiri na kimwe cya kabiri cy'undi muryango, Musa yari yarabahaye umunani wabo hakurya ya Yorudani. Abalevi, bo, nta munani bahawe mu bandi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Bene Yozefu bari bagabanijwemo imiryango ibiri, uwa Manase n'uwa Efurayimu; naho Abalevi nta wundi mugabane bahawe mu gihugu, uretse imigi yo kubamo n'imirima rusange yayo, kubera amatungo n'ibintu byabo.

5Abayisraheli bagenjeje nk'uko Uhoraho yategetse Musa, maze bigabanya igihugu.

6Bene Yuda baza kwa Yozuwe i Giligali, maze Kalebu mwene Yefune w'Umukenizi aramubwira ati «Uzi neza ibinyerekeyeho Uhoraho yabwiriye Musa, umuntu w'Imana, i Kadeshi-Barineya.

7Ubwo Musa, umugaragu w'Imana, ari i Kadeshi- Barineya, yanyohereje gutata iki gihugu, nari mfite imyaka mirongo ine kandi mugezaho ibyo yari yantumye nta buryarya.

8Nyamara abavandimwe twazamukanye baciye rubanda intege, naho jyewe, nkurikira ubutizigama Uhoraho, Imana yanjye.

9Uwo munsi Musa yarahiye atya 'Ndahiye yuko igihugu wakandagiyemo kizaba umunani wawe, n'uw'abana bawe ubuziraherezo, kuko wakurikiye ubutizigama Uhoraho, Imana yanjye.'

10None dore, Uhoraho yanyihereye kuramba nk'uko yabinsezeranyije. Aho Uhoraho abwiriye Musa iryo jambo, igihe Israheli yari mu butayu, hashize imyaka mirongo ine n'itanu; none dore ubu nujuje imyaka mirongo inani n'itanu.

11Ingufu nsigaranye, ni nk'izo nari mfite ubwo Musa anyohereje mu butumwa; imbaraga mfite ubu zirangana n'izo nari mfite icyo gihe, haba mu kurwana, haba no mu gukora.

12Uriya musozi rero, Uhoraho yavuze uwo munsi hita uwumpa. Uwo munsi kandi wumvise ko hari hatuye Abanaki, hakaba n'imigi minini ikomeye; Uhoraho namfasha nk'uko Uhoraho yabivuze, nzahabanyaga.»

13Yozuwe aha Kalebu, mwene Yefune, umugisha, amuha Heburoni ho umunani.

14Ni cyo gituma Kalebu, mwene Yefune w'Umukenizi, yahawe Heburoni ho umunani kugeza na n'ubu, kuko yakurikiye n'ubutizigama Uhoraho, Imana ya Israheli.

15Izina rya mbere rya Heburoni ryari KiriyatiAruba: Aruba uwo yari yarabaye umugabo w'ikirangirire mu Banaki. Ahasigaye igihugu kiratuza, intambara irahosha.

## Yozuwe 15

### Umunani wa bene Yuda

1Dore umugabane w'umuryango wa bene Yuda, bakurikije amazu yabo: wageraga ahagana ku rubibi rwa Edomu mu butayu bwa Sini muri Negevu, mu majyepfo.

2Urubibi rwabo mu majyepfo rwavagaga ku mpera y'Inyanja y'Umunyu, kuva ku kigobe


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kiri ahateganye na Negevu,

3rugakomeza rugana mu majyepfo y'umuzamuko w' Akarabimu rukanyura i Sini, maze rukazamukira mu majyepfo ya Kadeshi-Barineya. Hanyuma urwo rubibi runyura i Hesironi, rukazamukana i Adari maze rugahindukira rugana i Karika,

4rukanyura i Asimoni rugakomeza ku kagezi ka Misiri, maze rugaca ku nyanja. Urwo ni rwo rubibi rwabo mu majyepfo.

5Mu burasirazuba, urubibi rwari Inyanja y'Umunyu kugeza ku mpera ya Yorudani. Mu majyaruguru, urubibi rwabo rwavaga ku kigobe cy'Inyanja y'Umunyu, aho Yorudani iyiroheramo,

6rukazamuka rugana i Betihogila, rugaca mu majyaruguru ya Betaraba, rugakomeza ku ibuye rya Bohani mwene Rubeni.

7Hanyuma rwakomezaga kuzamuka rugana i Debiri, rugaca mu kibaya cya Akori, maze mu majyaruguru rukerekeza ku Ruziga rw'Amabuye, ahateganye n'inzira izamuka ijya i Adumimu, mu majyepfo y'akagezi. Rwacaga hafi y'amazi ya Enishemeshi, rukagarukira Eni- Rogeli.

8Urubibi rwazamukaga ku mukokwe wa Beni-Hinomu mu ibanga ryo mu majyepfo y'Abayebuzi — ni ukuvuga Yeruzalemu —, hanyuma rukazamuka kugera mu mpinga y'umusozi uteganye n'umukokwe wa Hinomu mu burengerazuba, ku mpera y'ikibaya cy'Abarefayimu mu majyaruguru.

9Urubibi rugahindukirira mu mpinga y'umusozi kugera mu majyaruguru, ku isoko y'amazi y'i Nefitowa, rugakomeza no ku migi yo ku musozi wa Efuroni, rugahindukira rwerekera i Bahala, ari yo Kiriyati-Yeyarimu.

10Kuva Bahala, urubibi rwerekeraga mu burengerazuba rugana ku musozi wa Seyiri, rugaca mu ibanga ry'umusozi w'Amashyamba mu majyaruguru — uwo musozi ni Kasaloni —, rukamanuka i Betishemeshi maze rukanyura i Timuna.

11Urubibi rugakomeza mu ibanga rya Ekironi mu majyaruguru, rugahindukirira i Shikaroni, rukarenga umusozi wa Bahala, rugakomeza i Yabuneyeli maze rukagarukira ku nyanja.

12Urubibi rwo mu burengerazuba, rwari Inyanja Nini n'ahayikikije. Ngiyo, mu mpande zose, intara ya bene Yuda, bakurikije amazu yabo.

### Kalebu yigarurira Heburoni

13Kalebu, mwene Yefune, yahawe umunani muri bene Yuda, nk'uko Uhoraho yari yabitegetse Yozuwe. Uwo munani ni Kiriyati-Aruba, — ari yo Heburoni — ; Aruba uwo yari se wa Anaki.

14Kalebu ahanyaga bene Aruba uko ari batatu: Sheshayi, Ahimani na Talamayi, bakomokaga kuri Anaki.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Yavuye aho, ajya gutera abaturage b'i Debiri; kera Debiri yitwaga Kiriyati-Seferi.

16Kalebu ni ko kuvuga ati «Uzatsinda Kiriyati-Seferi, nzamuha umukobwa wanjye Akisha, amugire umugore.»

17Nuko Otiniyeli mwene Kenazi, umuvandimwe wa Kalebu, yigarurira umugi, maze Kalebu amushyingira umukobwa we Akisha.

18Akigera mu rugo, Akisha yoshya umugabo we gusaba sebukwe umurima. Hanyuma ava ku ndogobe ye, ahindukirira se; Kalebu aramubaza ati «Ni iki wifuza?»

19Umukobwa we aramusubiza ati «Nkundira wumve icyo ngusaba. Ubwo untuje mu butayu bwa Negevu, mpa n'ibizenga.» Nuko Kalebu amuha ibizenga bya ruguru n'iby'epfo.

20Ng'uwo umunani wa Bene Yuda, bakurikije amazu yabo.

### Urutonde rw'imigi ya bene Yuda

21Imigi yo ku mpera z'urubibi rw'umuryango wa bene Yuda, ahagana ku rubibi rwa Edomu muri Negevu yari: Kabuseyeli, Ederi, Yaguri,

22Kina, Dimona, Adeyada,

23Kedeshi, Hasori, Yitinani,

24Zifu, Telemu, Beyaloti,

25Hasori-Hadata, Keriyoti-Hesironi ari yo Hasori,

26Amamu, Shema, Molada,

27Hasari-Gada, Heshimoni, Betipeleti,

28Hasari- Shuwali, Berisheba, Biziyoteya,

29Bahala, Iyimu, Esemu,

30Elitolada, Kesili, Horima,

31Sikilagi, Madimana, Sansana,

32Lebayoti, Shilehimu, Ayini, Rimoni: yose hamwe ni imigi makumyabiri n'icyenda, utabariyemo imidugudu iyikikije.

33Dore imigi yabo yo mu ntara y'Imirambi: Eshitayola, Soreya, Ashina,

34Zanuwa, Eniganimu, Tapuwa, Enami,

35Yarimuti, Adulamu, Soko, Azeka,

36Sharayimu, Aditayimu, Gedera na Gederotayimu: imigi cumi n'ine n'imidugudu yayo.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

37Senani, Hadasha, Migidali-Gadi,

38Dileyani, Misipe, Yokiteli,

39Lakishi, Bosikati, Egiloni,

40Kaboni, Lahimasi, Kitilishi,

41Gederoti, Betidagoni, Nahama, Makeda: imigi cumi n'itandatu n'imidugudu yayo.

42Libuna, Etera, Ashani,

43Yifitahi, Ashina, Nesibu,

44Keyila, Akizibu, Maresha: imigi icyenda n'imidugudu yayo.

45Ekironi, n'imigi yagengwaga na yo n'imidugudu yayo.

46Kuva Ekironi ugana mu burengerazuba, imigi yo hafi ya Ashidodi yose n'imidugudu
yayo.

47Ashidodi, n'imigi yagengwaga na yo n'imidugudu yayo yose. Gaza, n'imigi igengwa
na yo n'imidugudu yayo kugera ku kagezi ka Misiri, Inyanja Nini ikabibera urubibi.

48Mu misozi: Shamiri, Yatiri, Soko,

49Dana, Kiriyati-Seferi ari yo Debiri,

50Anabu, Eshitemo, Animu,

51Gosheni, Holoni, Gilo; imigi cumi n'umwe n'imidugudu yayo.

52Arabu, Duma, Esheyani,

53Yanumu, Betitapuwa, Afeka,

54Humeta, Kiriyati-Aruba ari yo Heburoni, Siyori: imigi cyenda n'imidugudu yayo.

55Mawoni, Karumeli, Zifu, Yuta,

56Yizireyeli, Yokideyamu, Zanowa,

57Kayini, Gibeya, Timuna: imigi cumi n'imidugudu yayo.

58Halihuli, Betisuri, Gedori,

59Marati, Betanoti, Elitekoni: imigi itandatu n'imidugudu yayo.

60Kiriyati-Behali, ari yo Kiriyati-Yeyarimu, Raba: imigi ibiri n'imidugudu yayo.

61Mu butayu: Betaraba, Midini, Sekaka,

62Nibushani, Irimelahi, Enigadi: imigi itandatu n'imidugudu yayo.

63Naho Abayebuzi bari batuye i Yeruzalemu, bene Yuda ntibashoboye kubambura

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ibyabo; Abayebuzi rero baturanye na bene Yuda i Yeruzalemu kugeza na n'ubu.

## Yozuwe 16

### Umunani wa bene Efurayimu na Manase

1Umugabane wa bene Yozefu waheraga kuri Yorudani hafi ya Yeriko; mu burasirazuba bw'amazi ya Yeriko, bwari ubutayu buva i Yeriko bugana ku musozi wa Beteli.

2Washoraga uva i Beteli ugana i Luzi, unyuze ku rubibi rw'Abariki, i Ataroti,

3ukamanuka ahagana ku rubibi rw'Abayafuleti mu burengerazuba, kugera ku ntara ya Betihoroni y'epfo no kugera i Gezeri, ukagarurwa n'inyanja.

4Bene Yozefu, Manase na Efurayimu, bahabwa batyo umunani wabo.

5Dore urubibi rwa bene Efurayimu, bakurikije amazu yabo: urubibi rw'umunani wabo mu burasirazuba, rwari Ataroti-Adari kugera i Betihoroni ya ruguru.

6Mu burengerazuba, urubibi rwararomborezaga n'i Mikimetati mu majyaruguru, maze rwagera i Tanaki-Silo rukerekera mu burasirazuba rugana i Yanoha.

7Hanyuma rukamanuka i Yanoha rugana i Ataroti na Nara no kuri Yeriko, maze rugakomeza no kuri Yorudani.

8Kuva Tapuwa, urubibi rwerekeraga mu burengerazuba ku kagezi ka Kana, maze rukagera ku nyanja. Nguwo umunani w'umuryango wa bene Efurayimu, uko amazu yabo yanganaga,

9hatabariwemo nanone imigi bari bafite mu munani wa bene Manase; ngiyo imigi yabo yose n'imidugudu yayo.

10Abakanahani bari batuye i Gezeri ntibabanyaze ibyabo; bityo bakomeza guturana na bene Efurayimu kugeza na n'ubu, uretse ko babakoreshaga imirimo y'uburetwa.

## Yozuwe 17

1Dore umugabane w'umuryango wa bene Manase, wari imfura ya Yozefu. Makiri, wari imfura ya Manase, akaba na se wa Gilihadi, yahawe intara ya Gilihadi n'iya Bashani, abikesheje ubutwari bwe ku rugamba.

2Dore umugabane wa bene Manase bandi, bakurikije amazu yabo, ari bo bene Abiyezeri, bene Heleki, bene Asiriyeli, bene Shekemu, bene Heferi na bene Shemida, ni ukuvuga abahungu bakomoka kuri Manase mwene Yozefu, bakurikije amazu yabo.

3Selofehadi, mwene Heferi, mwene Gilihadi, mwene Makiri wa Manase, nta muhungu yagiraga, ahubwo yari afite abakobwa gusa, ari bo: Mahala, Nowa, Hogila, Milika na Tirisa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4 Baza imbere ya Eleyazari, umuherezabitambo, imbere ya Yozuwe mwene Nuni, n'imbere y'abakuru b'imiryango, maze barababwira bati «Uhoraho yategetse Musa kuduha umugabane mu bavandimwe bacu!» Nuko ku bw'itegeko ry'Uhoraho, babaha umunani muri bene se wabo.

5 Imigabane yahawe Manase ni icumi, badashyizemo igihugu cya Gilihadi na Bashani biri hakurya ya Yorudani.

6 Koko kandi, abakobwa ba Manase bahawe umunani kimwe n'abahungu be, ariko igihugu cya Gilihadi kiba icy'abandi bahungu ba Manase.

7 Urubibi rwa Manase rwavaga kuri Asheri, i Mikimetati, ahateganye na Sikemu, rukagana i Yamini mu baturage b'i Enitapuwa.

8 Manase yari afite igihugu cya Tapuwa, ariko Tapuwa yo ku rubibi rwa Manase yari iya bene Efurayimu.

9 Urubibi rukamanuka no ku kagezi ka Kana. Imigi yo hepfo y'ako kagezi yari iya Efurayimu, uretse ya yindi Efurayimu yari afite rwagati mu munani wa Manase. Urubibi rwa Manase rwari ruguru y'akagezi kandi rukerekera ku nyanja.

10 Mu majyepfo yako hari aha Efurayimu, mu majyaruguru hakaba aha Manase; iburengerazuba bombi bakagarurwa n'inyanja. Bari babangikanye na Asheri mu majyaruguru, na Isakari mu burasirazuba.

11 Mu munani wa Isakari no mu munani wa Asheri, Manase yari ahafite Betishani n'imidugudu yayo, Yibuleyamu n'imidugudu yayo, abaturage b'i Dori, Tanaki na Megido, n'imidugudu y'iyo migi itatu yubatswe ahirengeye.

12 Nyamara bene Manase ntibashoboye kwigarurira iyo migi, bituma Abakanahani bakomeza gutura muri icyo gihugu.

13 Abayisraheli bamaze gukomera, bakoresheje Abakanahani imirimo y'uburetwa, ariko ntibashobora kubanyaga ibyabo.

14 Bene Yozefu babwira Yozuwe bati «Kuki waduhaye umugabane umwe kandi turi imbaga nyamwinshi, tubikesheje umugisha Uhoraho yaduhaye?»

15 Yozuwe arabasubiza ati «Ubwo muri benshi, nimuzamuke mujye mu ishyamba, maze mwikebere igikingi mu gihugu cy'Abaperizi no mu Barefayimu, kubera ko umusozi wa Efurayimu wababanye muto.»

16 Bene Yozefu baramusubiza bati «Umusozi ntuteze kuzatubumba, unakubitiyeho ko Abakanahani bose bo mu kibaya bafite amagare y'ibyuma, kimwe n'abatuye i Betishani n'imidugudu yayo, ndetse n'abo mu kibaya cya Yizireyeli.»

17 Nuko Yozuwe abwira umuryango wa Yozefu, — ari wo Efurayimu na Manase —, ati «Muri benshi, n'ingufu zanyu ni nyinshi; ntimukwiye umugabane umwe gusa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

18Ahubwo muzagira umusozi muremure n'ubwo ari ishyamba bwose; muzarikonde kandi muharinde. Abakanahani muzabanyage ibyabo, n'ubwo bafite amagare y'ibyuma bwose kandi bakaba banakomeye.»

## Yozuwe 18

### Bakora ubufindo kubera imiryango isigaye

1Umuryango w'Abayisraheli wose ukoranira i Silo, maze bahashinga Ihema ry'ibonaniro. Igihugu cyari kimaze kubayoboka.

2Mu Bayisraheli hari hasigaye imiryango irindwi itarabona umunani.

3Yozuwe abwira Abayisraheli, ati «Mutegereje iki kugira ngo mujye kwigarurira igihugu, Uhoraho, Imana ya basokuru, yabahaye?

4Nimugene abantu batatu muri buri muryango mbohereze. Bazahaguruka bagende igihugu cyose, bagenzure imiterere y'izo ntara maze baze babimenyeshe.

5Bazahagabanamo karindwi: Yuda azaguma mu ntara ye yo mu majyepfo, inzu ya Yozefu izagume mu yayo, mu majyaruguru.

6Mwebwe rero, muzasuzume uko icyo igihugu twakigabanyamo iminani irindwi, maze muze kubimenyesha. Nanjye nzakibagabanyisha ubufindo, hano imbere y'Uhoraho, Imana yanyu.

7Ariko Abalevi nta mugabane bazahabwa muri mwe, kuko umunani wabo ari ubuherezabitambo bw'Uhoraho. Naho Gadi, Rubeni n'icya kabiri cy'umuryango wa Manase, babonye mu burasirazuba, hakurya ya Yorudani, umunani bahawe na Musa, umugaragu w'Uhoraho.»

8Abo bantu barahaguruka, baragenda. Yozuwe aha iri tegeko abari bagiye kwitegereza igihugu, ati «Mugende muzenguruke igihugu, mugenzure uko kimeze, maze mugaruke. Nzakibagabanyisha ubufindo imbere y'Uhoraho, hano i Silo.»

9Abo bantu barahaguruka, bambukiranya igihugu cyose, maze bakigabanyamo imigabane irindwi bakurikije imigi, babikorera inyandiko. Hanyuma bagaruka mu ngando kwa Yozuwe i Silo.

10Yozuwe abakorera ubufindo imbere y'Uhoraho, i Silo, maze igihugu akigabanya Abayisraheli akurikije uko imiryango yabo ingana.

### Umunani wa bene Benyamini

11Ubufindo bugenera umuryango wa Benyamini, bukurikije inzu zabo. Intara ubufindo bwababageneye yari hagati y'iya bene Yuda n'iya bene Yozefu.

12Mu majyaruguru, urubibi rwabo rwageraga kuri Yorudani, rukazamukira mu ibanga rya Yeriko mu majyaruguru, rukazamuka umusozi rugana mu burengerazuba, maze rukagarukira ku butayu i Betaweni.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13 Urubibi rugaca aho rugana i Luzi, mu ibanga ry'amajyepfo ya Luzi — ari yo Beteli —, rukamanuka kuva Atarotadari, iri mu mpinga y'umusozi mu majyepfo ya Betihoroni y'epfo.

14 Hanyuma urubibi rugahindukira, rukerekera ku ruhande rw'iburengerazuba hagana mu majyepfo, kuva ku musozi uteganye na Betihoroni mu majyepfo, maze rugahagararira i Kiriyati- Behali, ari yo Kiriyati-Yeyarimu, umugi wa bene Yuda. Ubwo ni uburengerazuba.

15 Mu majyepfo, urubibi rwaheraga i Kiriyati-Yeyarimu rugakomeza mu burengerazuba, ahagana ku isoko y'amazi y'i Mefitoya.

16 Rwamanukaga rugana ku mpera y'umusozi uteganye n'umukokwe w'i Betihinomu, uri mu kibaya cy'Abarefayimu, mu majyaruguru. Rukamanuka umukokwe w'i Hinomu mu ibanga ry'epfo ry'Abayebuzi, maze rukerekeza i Enirogeli.

17 Rwakomezaga mu majyaruguru, maze rukagera i Enishemeshi n'i Galiloti, ahateganye n'ahazamuka hagana i Adumini, hanyuma rukamanukana ku Ibuye rya Bohani, mwene Rubeni.

18 Rwanyuraga mu ibanga rya ruguru ahateganye na Araba, rukamanuka rugana Araba nyine.

19 Urubibi rwanyuraga mu ibanga rya Betihogila mu majyaruguru, maze rukagarukira ku kigobe cy'Inyanja y'Umunyu mu majyaruguru, ku mpera y'amajyepfo ya Yorudani. Urwo ni urubibi rw'amajyepfo.

20 Urubibi mu burasirazuba rwari Yorudani. Nguwo umunani wa bene Benyamini, bakurikije amazu yabo, hamwe n'imbibi zawo ku mpande zose.

21 Imigi y'umuryango wa bene Benyamini, bakurikije amazu yabo, yari: Yeriko, Betihogila, Emekesisi,

22 Betaraba, Semarayimu, Beteli,

23 Avimu, Para, Ofura,

24 Kefaramoni, Ofini, Geba: imigi cumi n'ibiri n'imidugudu yayo.

25 Gibewoni, Rama, Beyeroti,

26 Misipa, Kefira, Mosa,

27 Rekimu, Yiripeyeli, Tareyala,

28 Selahefili, Yebuzi ari yo Yeruzalemu, Gibeya, na Kiriyati: imigi cumi n'ine n'imidugudu yayo. Uwo ni wo munani wa bene Benyamini, bakurikije amazu yabo.

## Yozuwe 19

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Umunani wa bene Simewoni

1 Ubwa kabiri, ubufindo bwerekanye ko haramukiwe Simewoni, umuryango wa bene Simewoni, hakurikijwe amazu yabo. Umunani wabo wari rwagati mu mugabane wa bene Yuda.

2 Mu munani wabo bahawe: Berisheba, Sheba, Molada,

3 Hasari-Shuwali, Bala, Esemu,

4 Elitoladi, Betuli, Horima,

5 Sikilagi, Betimarikaboti, Hasori-

Susa,

6 Betilebawoti, Sharuheni: imigi cumi n'itatu n'imidugudu yayo;

7 Hayini, Rimoni, Eteri na Ashani; imigi ine n'imidugudu yayo.

8 Bahawe n'imidugudu yose ikikije iyo migi kugera i Bahalati-Beyeri, ari yo Ramati y'epfo. Uwo ni wo mugabane wa bene Simewoni, ukurikije amazu yabo.

9 Umunani wa bene Simewoni wafashwe ku wa bene Yuda, kuko umugabane wa bene Yuda wari munini kuri bo. Uko rero ni ko bene Simewoni babonye umunani wabo rwagati muri bene Yuda.

### Umunani wa bene Zabuloni

10 Ubwa gatatu, ubufindo bwerekana bene Zabuloni, nk'uko amazu yabo ameze. Urubibi rw'umunani wabo rwageraga i Saridi,

11 rukazamuka rugana mu burengerazuba n'i Maryala, rugakora kuri Dabesheti, hanyuma ku kagezi gateganye na Yokineyamu.

12 Kuva i Saridi, rwarahindukiraga rukerekeza mu burasirazuba, aho izuba rirasira, ku rubibi rwa Kisiloti-Taboru, rugakomeza rugana i Daberati maze rukazamuka n'i Yafiya.

13 Kuva aho, rukanyura mu burasirazuba i Gatiheferi, i Itakasini, rugakomeza n'i Rimoni maze rugahindukira rugana i Neya.

14 Mu majyaruguru, urubibi rwazengurukaga Hanatoni, rugaherera ku mukokwe w'i Yefitaheli;

15 hamwe na Katati, Nahalali, Shimironi, Yideyala, Betelehemu: imigi cumi n'ibiri n'imidugudu yayo.

16 Uwo ni wo munani wa bene Zabuloni, bakurikije amazu yabo: iyo ni yo migi yabo n'imidugudu yayo.

### Umunani wa bene Isakari

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17Ubwa kane, ubufindo bwaguye kuri Isakari, abahungu ba Isakari bakurikije amazu yabo.

18Urubibi rwabo rwaganaga i Yizireyeli, Kesuloti, Shunemu,

19Hafarayimu, Shiyoni, Anarahati,

20Rabiti, Kishyoni, Ebesi,

21Remeti, Eniganimu, Enihada, Betipasesi.

22Urubibi rwakoraga kuri Taboru, Shahasima, Betishemeshi maze rukagarukira kuri Yorudani: imigi cumi n'itandatu n'imidugudu yayo.

23Uwo ni wo munani wa bene Isakari nk'uko amazu yabo angana: iyo ni yo migi yabo n'imidugudu yayo.

### Umunani wa bene Asheri

24Ubwa gatanu, ubufindo buhira umuryango wa bene Asheri nk'uko amazu yabo angana.

25Urubibi rwabo rwari Helekati, Hali, Beteni, Akishafi,

26Alameleki, Ameyadi, Misheyali; rwageraga kuri Karumeli mu burengerazuba, n'i Shihori-

Libinati.

27Hanyuma rukagarukira mu burasirazuba rugana i Betidagoni, rugakora kuri Zabuloni no ku mukoke w'i Yifitaheli, mu majyaruguru ya Betemeki na Nehiyeli; rugakomeza ibumoso rugana i Kabuli,

28Eburoni, Rehobu, Hamoni na Kana, kugera kuri Sidoni nini.

29Urubibi rwahindukiraga rwerekera i Rama, kugera ku kigo cy'i Tiri, maze rugakomeza rugana i Hoza no ku nyanja, mu karere ka Akizibu;

30hamwe na Ako, Afeki, Rehobu: imigi makumyabiri n'ibiri n'imidugudu yayo.

31Uwo ni wo munani w'umuryango wa bene Asheri bakurikije inzu zabo, iyo ni yo migi yabo n'imidugudu yayo.

### Umunani wa bene Nefutali

32Ubwa gatandatu, ubufindo bufata bene Nefutali bakurikije amazu yabo.

33Urubibi rwabo rwaheraga i Helefi no kuva i Eloni, runyuze i Sananimu, i Adami-Nekebu, i Yebuneyeli kugera i Lakumu, rukagarurwa na Yorudani.

34Urubibi rwahindukiraga rwerekera mu burengerazuba i Azinoti-Taboru, rukahava rukomeza i Hukoki. Rwakoraga kuri Zabuloni mu majyepfo no kuri Asheri mu burengerazuba, hanyuma rugakora kuri Yorudani mu burasirazuba.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

35Imigi yabo izitiwe yari: Sidimu, Seri, Hamati, Rakati, Kinereti,

36Adama, Rama, Hasori,

37Kedeshi, Edereyi, Enihasori,

38Yireyoni, Migideli, Horemu, Betanata, Betishemeshi: imigi cumi n'icyenda n'imidugudu yayo.

39Uwo ni wo munani w'umuryango wa bene Nefutali bakurikije amazu yabo, iyo ni yo migi yabo n'imidugudu yayo.

### Umunani wa bene Dani

40Ubwa karindwi, ubufindo bwerekana umuryango wa bene Dani, bakurikije amazu yabo.

41Urubibi rw'umunani wabo rwari Soreya, Eshitayoli, Irishemeshi,

42Shalabimu, Ayaloni, Yitila,

43Eloni, Timuna, Ekironi,

44Eliteke, Gibetoni, Balati,

45Yehudi, Beneberaki, Gatirimoni,

46amazi ya Yarukoni, Rakoni, ndetse n'intara iteganye na Yafa.

47Ariko iyo ntara, bene Dani ntibayigarurira, ahubwo barazamuka batera Leshemu, maze barayitsinda. Abaturage baho babamarira ku icumu, maze barahigarurira. Barahatuye kandi Leshemu bayita Dani, bayitiriye umukurambere wabo, Dani.

48Uwo ni wo munani w'umuryango wa bene Dani, bakurikije amazu yabo, iyo ni yo migi yabo n'imidugudu yayo.

49Bamaze kugabanya igihugu bakurikije imbibi zacyo, Abayisraheli bahaye Yozuwe mwene Nuni, umunani muri bo.

50Nk'uko itegeko ry'Uhoraho ryabivugaga, bamuhaye umunani yari yarasabye, ari wo Timunati-Seraki, mu misozi ya Efurayimu. Umugi arawuvugurura, maze awuturamo.

51Iyo ni yo migabane, Eleyazari umuherezabitambo, Yozuwe mwene Nuni, n'abakuru b'imiryango y'Abayisraheli batanze bakoresheje ubufindo, imbere y'Uhoraho i Silo, ku muryango w'ihema ry'ibonaniro. Barangiza batyo kwigabanya igihugu.

## Yozuwe 20

### Imigi y'ubuhungiro

1Uhoraho abwira Yozuwe, ati «Bwira utya Abayisraheli

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2’Nimwigenere imigi y’ubuhungiro nabasezeranyije, ntumye Musa.

3Aho ni ho uzaba yishe umuntu atabishaka azajya ashobora guhungira, kandi izababere ubuhungiro kugira ngo murokoke umuhozi w’amaraso.

4Umwishi azajya ahungira muri umwe muri iyo migi, ahagarare mu marembo y’umugi, maze atekerereze ibye abakuru bawo, na bo bamwakire mu mugi iruhande rwabo, bamuhe aho ashobora gutura hamwe na bo.

5Umuhozi w’amaraso namukurikirana, ntibashobora kumumugabiza kuko yishe mugenzi we atabishaka, akaba atabigiranye urwango asanganywe.

6Azatura muri uwo mugi kugeza ubwo azaba yaciriwe urubanza imbere y’umuryango, kugeza kandi ubwo umuherezabitambo uzaba ariho icyo gihe apfuye; ubwo rero umwishi azagaruke iwe, mu mugi yahunze avamo.’»

7Batoranya rero Kedeshi muri Galileya, mu misozi ya Nefutali, Sikemu mu misozi ya Efurayimu, na KiriyatiHaruba, ari yo Heburoni, mu misozi ya Yuda.

8Hakurya ya Yorudani, mu burasirazuba bwa Yeriko, batoranya Beseri, yo mu mirambi y’ubutayu, mu muryango wa Rubeni, Ramoti ya Gilihadi yo mu muryango wa Gadi, na Golani muri Bashani ho mu muryango wa Manase.

9Iyo ni yo migi yashyiriweho Abayisraheli bose n’abasuhuke babarimo, kugira ngo ibe ubuhungiro bw’umuntu uzaba yishe atabishaka; bityo azabashe kurokoka umuhozi w’amaraso, mbere y’uko atungurwa imbere y’ikoraniro.

## Yozuwe 21

### Imigi y’Abalevi

1Abakuru b’umuryango w’Abalevi basanga umuherezabitambo Eleyazari, Yozuwe mwene Nuni, n’abakuru b’inzu z’imiryango y’Abayisraheli.

2Bababwirira i Silo mu gihugu cya Kanahani, bati «Uhoraho, abitumye Musa, yategetse ko muduha imigi yo kubamo, n’imirima rusange kubera amatungo yacu.»

3Nuko ku minani yabo, Abayisraheli baha Abalevi iyi migi ikurikira n’imirima rusange yayo, uko Uhoraho yabitegetse.

4Ubufindo bwerekanye amazu ya bene Kehati: nuko mu Balevi igice cya bene Aroni umuherezabitambo bahabwa imigi cumi n’itatu ivuye mu munani w’umuryango wa Yuda, mu wa Simewoni, no mu wa Benyamini.

5Abandi bahungu ba Kehati bahawe n’ubufindo imigi cumi ivuye mu munani w’umuryango wa Efurayimu, mu wa Dani, no mu w’igice cya kabiri cy’umuryango wa Manase.

6Bene Gerishoni bahawe hakoreshejwe ubufindo imigi cumi n’itatu muri Bashani

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ivuye mu munani w'umuryango wa Isakari, mu wa Asheri, mu wa Nefutali no mu w'igice cya kabiri cy'umuryango wa Manase.

7Bene Merari, ukurikije amazu yabo, babonye imigi cumi n'ibiri yo mu munani w'umuryango wa Rubeni, mu wa Gadi no mu wa Zabuloni.

8Abayisraheli bahaye Abalevi iyo migi n'imirima rusange yayo, bakoresheje ubufindo, nk'uko Uhoraho yari yarabitegetse, abitumye Musa.

9Mu muryango wa Yuda no mu muryango wa Simewoni batanze iyi migi ikurikira.

10Bene Aroni, mwene Kehati, wa Levi, begukanye umugabane wa mbere.

11Bahawe Kiriyati-Haruba, ari yo Heburoni yo mu misozi ya Yuda, hamwe n'imirima rusange iyikikije; Haruba uwo yari se wa Anoki.

12Ariko imirima y'uwo mugi n'imidugudu yawo byahawe Kalebu, mwene Yefune.

13Bene Aroni umuherezabitambo, bahawe Heburoni, wa mugi w'ubuhungiro bw'umwishi, n'imirima rusange yayo, banahabwa Libuna n'imirima rusange yayo,

14Yatiri n'imirima rusange yayo, Eshitenowa n'imirima rusange yayo,

15Holoni n'imirima rusange yayo, Debiri n'imirima rusange yayo,

16Hayini n'imirima rusange yayo, Yuta n'imirima rusange yayo, Betishemeshi n'imirima rusange yayo: yose hamwe ni imigi cyenda yafashwe ku munani w'iyo miryango yombi.

17Mu muryango wa Benyamini batanze iyi migi: Gibewoni n'imirima rusange yayo, Geba n'imirima rusange yayo,

18Anatoti n'imirima rusange yayo, Alimoni n'imirima rusange yayo: iba imigi ine.

19Imigi yose hamwe abaherezabitambo bene Aroni bahawe, ni cumi n'itatu n'imirima rusange yayo.

20Amazu y'Abalevi bene Kehati bandi, ubufindo bwayahesheje iyi migi yo mu muryango wa Efurayimu:

21Sikemu, wa mugi w'ubuhungiro bw'umwishi uri mu misozi ya Efurayimu n'imirima rusange yayo, Gezeri n'imirima rusange yayo,

22Kibisayimu n'imirima rusange yayo, Betihoroni n'imirima rusange yayo: iba imigi ine.

23Mu muryango wa Dani batanze iyi migi: Eliteke n'imirima rusange yayo, Gibetoni n'imirima rusange yayo,

24Ayaloni n'imirima rusange yayo, Gatirimoni n'imirima rusange yayo: iba imigi ine.

25Kuri kimwe cya kabiri cy'umuryango wa Manase, batanze Tanaki n'imirima

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

rusange yayo, Gatirimoni n'imirima rusange yayo: iba imigi ibiri.

26Imigi yose hamwe bene Kehati bandi bahawe ni icumi n'imirima rusange yayo.

27Bene Gerishoni bo mu mazu y'Abalevi bahawe Golani ho muri Bashani, wa mugi
w'ubuhungiro bw'umwishi, mu gice cya kabiri cy'umuryango wa Manase, bahabwa
na Beshitera, n'imirima rusange y'iyo migi yombi.

28Mu muryango wa Isakari bahawe Kishyoni n'imirima rusange yayo, Daberati
n'imirima rusange yayo.

29Yarimuti n'imirima rusange yayo, Eniganimu n'imirima rusange yayo: iba imigi ine.

30Mu muryango wa Asheri bahawe Misheyali n'imirima rusange yayo, na Abidoni
n'imirima rusange yayo,

31Helikati n'imirima rusange yayo, Rehobi n'imirima rusange yayo: iba imigi ine.

32Mu muryango wa Nefutali bahawe Kedeshi ho muri Galileya, wa mugi
w'ubuhungiro bw'umwishi, n'imirima rusange yayo, Hamotidori n'imirima rusange
yayo, Karitani n'imirima rusange yayo: iba imigi itatu.

33Imigi yose hamwe y'Abagerishoni, nk'uko amazu yabo angana, ni cumi n'itatu
n'imirima rusange yayo.

34Abalevi bandi bo mu nzu ya bene Merari bahawe ku mugabane w'umuryango wa
Zabuloni: Yokineyamu n'imirima rusange yayo, Karita n'imirima rusange yayo,

35Dimina n'imirima rusange yayo, Nahalali n'imirima rusange yayo: iba imigi ine.

36Ku mugabane w'umuryango wa Rubeni bahawe Beseri, wa mugi w'ubuhungiro
bw'umwishi, n'imirima rusange yayo, Yahasi n'imirima rusange yayo,

37Kedemoti n'imirima rusange yayo, Mefati n'imirima rusange yayo: iba imigi ine.

38Ku mugabane w'umuryango wa Gadi bahawe Ramoti ya Gilihadi wa mugi
w'ubuhungiro bw'umwishi, n'imirima rusange yayo, Mahanayimu n'imirima rusange
yayo,

39Heshiboni n'imirima rusange yayo, Yazeri n'imirima rusange yayo: iba imigi ine.

40Imigi yose hamwe ubufindo bwahesheje bene Merari, mu bandi Balevi, bakurikije
amazu yabo, ni imigi cumi n'ibiri.

41Rero imigi y'Abalevi rwagati mu gihugu cy'Abayisraheli, yose hamwe ni mirongo
ine n'umunani, n'imirima rusange yayo.

42Buri mugi wari ukikijwe n'imirima rusange yawo; ni ko byari bimeze kuri iyo migi
yose.

43Uhoraho aha Israheli igihugu cyose yari yararahiriye abasekuruza babo ko


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

azabaha; barakigarurira, baragitura.

44Uhoraho abaha ikiruhuko ku mpande zose, nk'uko yari yarabisezeraniye abasekuruza babo. Nta n'umwe mu banzi babo washoboye kubananira, Uhoraho abegurira abanzi babo bose.

45Mu masezerano yose meza Uhoraho yabwiye umuryango wa Israheli, nta na rimwe ryapfuye ubusa; yose yarujujwe.

## Yozuwe 22

### IBIKORWA BYA NYUMA BYA YOZUWE

#### Imiryango yavuye mu burasirazuba bwa Yorudani isubira iwabo

1Nuko Yozuwe ahamagara bene Rubeni, bene Gadi n'igice cya kabiri cy'umuryango wa Manase.

2Arababwira ati «Mwakurikije ibyo Musa, umugaragu w'Uhoraho, yabategetse byose kandi mwumviye ijwi ryanjye mu byo nabategetse byose.

3Mu myaka myinshi no kugeza ubu, ntimwigeze muterera abavandimwe banyu, ahubwo mwitondeye gukurikiza amategeko y'Uhoraho, Imana yanyu.

4Ubu rero, ubwo Uhoraho, Imana yanyu, yahaye abavandimwe banyu ikiruhuko nk'uko yabibabwiye, mushobora noneho kwisubirira iwanyu, mu gihugu cyanyu mwahawe na Musa, umugaragu w'Uhoraho, hakurya ya Yorudani.

5Gusa, mwitondere gukurikiza amategeko n'amabwiriza ya Musa, umugaragu w'Uhoraho, Imana yanyu: mukunde Uhoraho, Imana yanyu, mugendere mu nzira ze, mwite ku mategeko ye, mumwizirikeho, mumukorere n'umutima wanyu wose n'amagara yanyu yose.»

6Yozuwe abaha umugisha maze arabasezerera; nuko basubira iwabo.

7Musa yari yarahaye kimwe cya kabiri cy'umuryango wa Manase umugabane muri Bashani, naho ikindi kimwe cya kabiri cyabo, Yozuwe abaha umugabane wundi mu bavandimwe babo, hakuno ya Yorudani, mu burengerazuba. Igihe Yozuwe yabohereza iwabo, na bo yabahaye umugisha.

8Arababwira ati «Musubire iwanyu mujyanye n'ubukire bwinshi n'amatungo menshi, imari, zahabu, umuringa, ubutare n'imyambaro, byose byinshi cyane: iyo minyago y'abanzi banyu rero muyigabane n'abavandimwe banyu.»

#### Urutambiro rwubatswe hafi ya Yorudani

9Bityo bene Rubeni, bene Gadi na kimwe cya kabiri cy'umuryango wa Manase baratahuka; basiga abandi Bayisraheli i Silo mu gihugu cya Kanahani, bajya mu gihugu cya Gilihadi, mu gihugu cyabo bahaweho umunani nk'uko byategetswe n'Uhoraho atumye Musa.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Bagera batyo ku Ruziga rw'amabuye ruri hafi ya Yorudani, mu gihugu cya Kanahani, maze bene Rubeni, bene Gadi na kimwe cya kabiri cya bene Manase bahubaka urutambiro, ku nkombe ya Yorudani, urutambiro rutagira uko rusa.

11Abayisraheli kandi baza kumva bavuga ngo «Bene Rubeni, bene Gadi na kimwe cya kabiri cya bene Manase bubatse urutambiro mu gihugu cya Kanahani, ku ruziga rw'amabuye ruri hafi ya Yorudani, mu ruhande rwacu.»

12Bakibyumva, Abayisraheli bose bakoranira i Silo, ngo babatere.

13Nuko Abayisraheli bohereza Pinehasi, umuhungu w'umuherezabitambo Eleyazari, kuri bene Rubeni, bene Gadi no kuri kimwe cya kabiri cy'umuryango wa Manase mu gihugu cya Gilihadi.

14Yari aherekejwe n'abakuru b'imiryango cumi, umukuru umwe muri buri muryango w'Abayisraheli, buri muntu akaba yari umutware mu muryango wabo, uko imiryango y'Abayisraheli yanganaga.

15Bagera kuri bene Rubeni, bene Gadi no kuri kimwe cya kabiri cy'umuryango wa bene Manase, mu gihugu cya Gilihadi, maze barababwira bati

16«Nimwumve uko ikoraniro ryose ry'Uhoraho rivuga: Ubwo buhemu ni ubw'iki mugirira Imana ya Israheli, mukaba uyu munsi mwitandukanyije n'Uhoraho, mwiyubakira urutambiro kandi mukanamwigomekaho?

17Igicumuro cy'i Pewori ntikiduhagije se? Nta bwo turagihonoka kugeza uyu munsi, n'ubwo ikoraniro ry'Uhoraho ryaguweho n'icyago bwose!

18None namwe, uyu munsi mwitandukanyije n'Uhoraho! Mwigometse kuri Uhoraho uyu munsi, ejo ni we uzarakarira ikoraniro ryose rya Israheli.

19Niba rero musanze igihugu cyanyu cyarahumanye, nimugaruke mu gihugu cy'Uhoraho, ahari Ingoro ye, muhabwe amasambu muri twe, ariko mureke kwigomeka kuri Uhoraho, cyangwa se ngo mutwivumbureho mwubaka urundi rutambiro, iruhande rw'urutambiro rw'Uhoraho, Imana yacu.

20Ni ko se ye, ubwo Akani mwene Zerahi ahemutse agakora ibizira, uburakari bw'Uhoraho ntibwagurumaniye umuryango wose wa Israheli? Si we wenyine rero ikosa rye ryahitanye!»

21Bene Rubeni, bene Gadi na kimwe cya kabiri cy'umuryango wa bene Manase basubiza abatware b'imiryango y'Abayisraheli, bagira bati

22«Uhoraho, Imana isumba izindi zose, arabizi kandi na Israheli ibimenye! Niba ari ubwigomeke, bikaba ubuhemu ku Uhoraho, uyu munsi ntimudukize.

23Niba twariyubakiye urutambiro kugira ngo twitandukanye n'Uhoraho, kandi niba ari ukuhatambira ibitambo bitwikwa, iby'ubuhoro cyangwa se andi maturo, Uhoraho


© 2012, Bible Society of Rwanda.

arabitubaze!

24Si ibyo! Ahubwo twabitewe n'umutima uhagaze wo kwibaza tuti nk'ejo abahungu banyu batubajije bati 'Muhuriye he n'Uhoraho, Imana ya Israheli?

25Hagati yacu namwe, bene Rubeni, na bene Gadi, Uhoraho yahashyize Yorudani ngo itubere urugabano. Nta ruhare na ruto mufite kuri Uhoraho!' Bityo abahungu banyu bazatume abacu badatinya Uhoraho.

26Twigiriye inama rero tuti 'Dukwiye kubaka uru rutambiro, rutagenewe ibitambo bitwikwa cyangwa andi maturo,

27ahubwo ngo rube ikimenyetso hagati yacu namwe no hagati y'urubyaro rwacu, kigaragaza ko Uhoraho ari we dusenga, dutura ibitambo bitwikwa, ibitambo by'ubuhoro mu Nzu ye.' Twagenjeje dutyo rero kugira ngo ejo abahungu banyu batazavaho babwira abacu ngo 'Nta ruhare mugira kuri Uhoraho.'

28Twaribwiye tuti 'Ejo nihagira utuvugisha atyo, ari twe cyangwa urubyaro rwacu, tuzamusubiza ngo: Banza witegereze urutambiro rw'Uhoraho ababyeyi bacu bubatse, n'uko ruteye! Urasanga atari urw'ibitambo bitwikwa cyangwa andi maturo, ahubwo ari nk'intangamugabo hagati yacu namwe... '

29Hehe n'igitekerezo cyo kwigomeka kuri Uhoraho no kwitandukanya n'Uhoraho uyu munsi, twubaka urutambiro rw'ibitambo bitwikwa, amaturo n'ibindi bitambo, aho kubiturira ku rutambiro rw'Uhoraho, Imana yacu, ruri imbere y'Ingoro ye!»

30Umuherezabitambo Pinehasi, abakuru b'imiryango n'abatware b'imiryango y'Abayisraheli, bamaze kumva ayo magambo ya bene Rubeni, bene Gadi na bene Manase, arabashimisha.

31Nuko Pinehasi, mwene Eleyazari umuherezabitambo, abwira bene Rubeni, bene Gadi na bene Manase, ati «Ubu noneho tumenye ko Uhoraho ari muri twe, ubwo mutahemukiye Uhoraho muri ibyo. Bityo, mukarokora Abayisraheli ikiganza cy'Uhoraho.»

32Pinehasi, mwene Eleyazari umuherezabitambo, n'abakuru b'imiryango basezera kuri bene Rubeni na bene Gadi, bava mu gihugu cya Gilihadi, bagaruka mu gihugu cya Kanahani basanga abandi Bayisraheli, babatekerereza iby'urugendo rwabo.

33Abayisraheli birabashimisha, maze basingiza Imana, bareka batyo gutera no kurimbura igihugu cya bene Rubeni na bene Gadi.

34Bene Rubeni na bene Gadi bita urutambiro izina rya..., bagira bati «Ni intangamugabo muri twe, ko Uhoraho ari we Mana.»

## Yozuwe 23

### Yozuwe araga Abayisraheli


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1 Hari hashize igihe kirekire Uhoraho amaze guha Israheli ikiruhuko, no kuyikiza
abanzi bayo bose bayikikije. Yozuwe yari amaze gusaza, ageze mu zabukuru;

2 nuko ahamagaza Israheli yose, abakuru b'imiryango, abatware, abacamanza
n'abayobozi b'imirimo, maze arababwira ati «Dore ndashaje kandi ngeze mu
zabukuru.

3 Mwiboneye ubwanyu ibyo Uhoraho, Imana yanyu, yagiriye ibi bihugu byose kubera
mwe; koko ni we, Uhoraho, Imana yanyu, yabarwaniriye!

4 Nimurebe uko nagabanyije imiryango yanyu ibi bihugu byose, byaba iby'amahanga
natsinze, byaba iby'amahanga asigaye, kuva kuri Yorudani kugeza ku Nyanja Nini,
mu burengerazuba.

5 Ayo mahanga, Uhoraho, Imana yanyu, ubwe azayabigirizayo abanyage ibyabo
imbere yanyu, kugeza ubwo muzaba mwigaruriye ibihugu byabo, nk'uko Uhoraho,
Imana yanyu, yabibabwiye.

6 Murakomere rero kandi mwitondere gukurikiza ibyanditswe byose mu gitabo
cy'Itegeko rya Musa, nta guteshuka ngo muce iburyo cyangwa ibumoso.

7 Ntimukagendererane n'abo banyamahanga basigaye muri mwe, ntimukagire icyo
musaba imana zabo, ntimukarahire mu izina ryazo, ntimukazikorere kandi
ntimukazipfukamire.

8 Ahubwo nimwizirike kuri Uhoraho, Imana yanyu, nk'uko mwabigenjeje kugeza ubu;

9 ni cyo cyatumye Uhoraho anyaga imbere yanyu amahanga menshi kandi akomeye,
kandi nta n'umwe wigeze abananira kugeza ubu.

10 Umwe muri mwe yirukanaga igihumbi muri bo, kuko ari Uhoraho, Imana yanyu,
wabarwaniriraga nk'uko yabibasezeranyije.

11 Mwebwe rero ubwanyu, murimenye kandi mukunde Uhoraho, Imana yanyu.

12 Ariko nimwitandukanya na we, mukifatanya n'abo banyamahanga basigaye muri
mwe, nimushyingirana, mukagendererana,

13 mumenye neza ko Uhoraho, Imana yacu, atazakomeza kubimura imbere yanyu,
ahubwo ayo mahanga azababera nk'urushundura n'umutego, cyangwa se nk'ikiboko
kibakubita mu mbavu, n'amahwa abamena amaso, kugeza ubwo muzashira kuri ubu
butaka bwiza mwahawe n'Uhoraho, Imana yanyu.

14 Dore ubu ndigendeye nk'uko ibintu byose byo ku isi bishira, ariko mwe, mumenye
n'umutima wanyu wose n'amagara yanyu yose, ko nta kantu na kamwe katujujwe
mu masezerano yose meza Uhoraho, Imana yanyu, yabagiriye.

15 Nuko rero, nk'uko amagambo yose y'akataraboneka Uhoraho, Imana yanyu,
yababwiye yakurikijwe, ni na ko Uhoraho azakurikiza amagambo ye mabi yose,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kugeza ubwo muzaba mwashize kuri ubu butaka bwiza, Uhoraho, Imana yanyu, yabahaye.

16Koko, nimwica Isezerano ry'Uhoraho, Imana yanyu, Isezerano mwagiranye, maze mugakorera ibigirwamana kandi mukabipfukamira, uburakari bw'Uhoraho buzabagurumanira, bubamarire muri iki gihugu cyiza yabahaye.

## Yozuwe 24

### Isezerano ry'i Sikemu

1Yozuwe akoranyiriza imiryango ya Israheli yose i Sikemu maze ahamagaza abakuru ba Israheli, abatware, abacamanza, abayobozi b'imirimo; baza imbere y'Imana.

2Yozuwe abwira rubanda rwose, ati «Dore uko Uhoraho, Imana ya Israheli avuga: Abakurambere banyu, Tera, se wa Abrahamu na Nahori, kera bari batuye hakurya y'Uruzi, kandi basengaga ibigirwamana.

3Nakuye Abrahamu, umukurambere wanyu, hakurya y'Uruzi maze munyuza mu gihugu cya Kanahani cyose, mugwiriza urubyaro kandi muha Izaki.

4Izaki muha Yakobo na Ezawu, kandi Ezawu mugabira umusozi wa Seyiri. Ariko Yakobo n'abahungu be baramanuka bajya mu Misiri.

5Hanyuma nohereza Musa na Aroni, kandi mpanisha Misiri ibikorwa byanjye nabakubitishije, noneho mbavanayo.

6Ba so nabavanye mu Misiri, muraza mugera ku nyanja. Abanyamisiri bakurikiranye ba so kugera ku nyanja y'Urufunzo, bari ku magare no ku mafarasi.

7Nuko ba so batakira Uhoraho, maze acisha igihu hagati yanyu n'Abanyamisiri, inyanja ayigarura ku Banyamisiri, bose bararohama. Mwiboneye ubwanyu ibyo nakoreye mu Misiri, hanyuma mugeze mu butayu muhamara igihe kirekire.

8Nabinjije mu gihugu cy'Abahemori batuye hakurya ya Yorudani, ariko barabarwanya. Narababeguriye, mwigarurira igihugu cyabo, nabatsembye imbere yanyu.

9Balaki, mwene Sipori, umwami wa Mowabu, arahaguruka ngo arwanye Israheli; atuma kuri Balahamu mwene Bewori, kugira ngo abavume.

10Ariko sinashatse kumva Balahamu; byatumye abaha umugisha maze mbakura mu nzara ze.

11Mwambutse Yorudani maze mugera i Yeriko, abategetsi b'i Yeriko barabarwanya, Umuhemori, Umuperizi, Umukanahani, Umuheti, Umugirigashi, Umuhivi, n'Umuyebuzi, ariko narababeguriye.

12Nohereza imbere yanyu amavubi yirukaniraga kure yanyu abami bombi b'Abahemori; si inkota yawe cyangwa umuheto wawe wabikoze.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13 Naguhaye igihugu utavunikiye, n'imigi utigeze wubaka, none ukaba uyibamo; nguha imizabibu n'imizeti utateye, none ukaba urya imbuto zayo.

14 Ubu rero, nimutinye kandi mukorere Uhoraho mu butabera n'ubudahemuka. Nimwigizeyo ibigirwamana ba so bayobotse hakurya y'Uruzi no mu Misiri, maze mukorere Uhoraho.

15 Ariko niba gukorera Uhoraho bitabashimishije, uyu munsi muhitemo uwo mushaka gukorera: byaba ibigirwamana ba so bayobotse bakiri hakurya y'Uruzi cyangwa se iby'Abahemori mubereye mu gihugu. Naho jye n'inzu yanjye tuzakorera Uhoraho.»

16 Rubanda baramusubiza bati «Hehe n'igitekerezo cyo kwimura Uhoraho ngo dukorere ibigirwamana!

17 Uhoraho ni We Mana yacu, We watuvanye mu Misiri twe n'ababyeyi bacu, akatuvana mu nzu y'ubucakara, agakorera ibyo bimenyetso bikomeye mu maso yacu. Yaturwanyeho mu rugendo rurerure twakoze no mu mahanga yose twagiye tunyuramo.

18 Uhoraho yirukanye amahanga yose imbere yacu, cyane cyane Abahemori batuye igihugu. Natwe rero tuzakorera Uhoraho, kuko ari We Mana yacu.»

19 Yozuwe abwira rubanda ati «Nta bwo muzashobora gukorera Uhoraho kandi ari Imana y'Intungane, n'Imana ifuha itazihanganira ubwigomeke bwanyu n'ibyaha byanyu.

20 Nimwitandukanya n'Uhoraho mugakorera ibigirwamana by'amahanga, azahindukira abagirire nabi, abatsembe nyuma y'ineza yose yabagiriye.»

21 Rubanda basubiza Yozuwe bati «Reka da! Ntibikabe kuko tuzakorera Uhoraho.»

22 Yozuwe arababwira ati «Musanzwe muzi ko ari mwe ubwanyu mwihitiyemo gukorera Uhoraho.» Barasubiza bati «Turabyiyemeje.»

23 Yozuwe arakomeza ati «Noneho rero, nimwigizeyo ibigirwamana by'amahanga biri muri mwe, maze mwerekeze umutima wanyu kuri Uhoraho, Imana yanyu.»

24 Rubanda basubiza Yozuwe bati «Tuzakorera Uhoraho, Imana yacu, kandi twumvire ijwi rye.»

25 Uwo munsi i Sikemu, Yozuwe agirana isezerano na rubanda; abaha amategeko n'umuco bazagenderaho.

26 Ayo magambo Yozuwe ayandika mu gitabo cy'Itegeko ry'Imana. Afata ibuye rinini arishingisha aho ngaho, mu nsi y'igiti cy'umushishi cyari bugufi y'Ingoro y'Uhoraho.

27 Yozuwe abwira rubanda rwose ati «Dore iri buye ni ryo rizadushinja, kuko ryumvise amagambo y'Uhoraho avugana natwe; rizabashinja kugira ngo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mutabeshya Imana yanyu.»

28Yozuwe yohereza rubanda, buri muntu mu isambu ye.

### Urupfu rwa Yozuwe

29Nyuma y'ibyo byose, Yozuwe mwene Nuni, umugaragu w'Uhoraho, apfa agejeje ku myaka ijana na cumi.

30Ahambwa mu munani we i Timunati-Seraki mu misozi ya Efurayimu, mu majyaruguru y'umusozi wa Gahashi.

31Israheli yayobotse Uhoraho igihe cyose Yozuwe yabayeho, ndetse Yozuwe amaze gupfa yakomeje kumuyoboka igihe cyose hari hakiriho abakuru b'imiryango bari barabanye na we, kandi bari bazi ibyo Uhoraho yakoreye Israheli byose.

32Naho amagufa ya Yozefu Abayisraheli bari bavanye mu Misiri, bayahamba i Sikemu mu gisate cy'umurima Yakobo yari yaraguze feza ijana n'abahungu ba Hamori, umukuru wa Sikemu; uwo murima wari mu munani wa bene Yozefu.

33Nuko Eleyazari mwene Aroni na we arapfa, maze bamuhamba ku murenge umuhungu we Pinehasi yahawe, mu misozi ya Efurayimu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Abacamanza

## Abacamanza 1

### Abayisraheli batura muri Kanahani

1Yozuwe amaze gupfa, Abayisraheli babaza Uhoraho, bagira bati «Ni nde muri twe uzazamuka bwa mbere akajya gutera Abakanahani kugira ngo abarwanye?»

2Uhoraho arabasubiza ati «Yuda ni we uzazamuka bwa mbere. Dore maze kwegurira igihugu mu biganza bye.»

3Yuda abwira Simewoni umuvandimwe we, ati «Tuzamuke tujye mu mugabane wanjye, maze turwanye Abakanahani. Hanyuma nanjye nzajyana nawe mu mugabane wawe.» Nuko Simewoni ajyana na we.

4Yuda arazamuka, maze Uhoraho yegurira Abakanahani n'Abaperizi mu biganza byabo. I Bezeki bahatsinda abantu ibihumbi cumi muri bo.

5Aho i Bezeki, bahasanga Adoni-Bezeki baramurwanya; batsinda Abakanahani n'Abaperizi.

6Adoni-Bezeki arahunga, ariko baramukurikira baramufata, maze bamuca ibikumwe by'ibiganza n'iby'ibirenge.

7Adoni-Bezeki aravuga ati «Abami mirongo irindwi bari baraciwe ibikumwe by'ibiganza n'iby'ibirenge, batoraguraga ibisigazwa byo mu nsi y'ameza yanjye. Ibyo nabakoreye, Imana irabinyituye.» Bamuzana i Yeruzalemu, ari na ho yaguye.

8Bene Yuda batera Yeruzalemu maze barayigarurira, bamarira ku nkota abahatuye kandi umugi barawutwika.

9Nyuma y'ibyo, Bene Yuda baramanuka kugira ngo barwanye Abakanahani bari batuye mu karere k'imisozi miremire, n'i Negevu no mu karere k'imisozi migufi.

10Hanyuma Yuda atera Abakanahani bari batuye i Heburoni — icyo gihe yitwaga Kiriyati-Haruba — maze batsinda Sheshayi, Ahimani na Talimayi.

11Yuda ava aho ajya gutera abaturage b'i Debiri — icyo gihe yitwaga Kiriyati-Seferi —.

12Kalebu ni ko kuvuga ati «Umuntu uzatsinda Kiriyati-Seferi maze akayigarurira, nzamushyingira Akisha, umukobwa wanjye.»

13Otiniyeli mwene Kenazi, umuvandimwe wa Kelebu w'umuhererezi, yigarurira umugi, maze Kalebu amushyingira Akisha, umukobwa we.

14Nuko akihagera, Akisha yoshya umugabo we gusaba sebukwe umurima. Bukeye, Akisha amanuka ku ndogobe ye, maze Kalebu aramubaza ati «Icyo wifuza ni iki?»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15 Undi aramusubiza ati «Ngirira ubuntu. Ubwo wampaye isambu i Negevu, umpe
n'ibizenga by'amazi». Nuko Kalebu amuha ibizenga bya ruguru n'iby'epfo.

16 Abahungu ba wa Mukeniti, sebukwe wa Musa, bazamukana na Bene Yuda, bava mu
mugi w'Imikindo berekeza mu butayu bwa Yuda bwari mu majyepfo ya Aradi. Nuko
baraza babana n'abahatuye.

17 Yuda ajyana na Simewoni, umuvandimwe we, batsinda Abakanahani bari batuye i
Sefati, umugi wose barawutsemba, maze bawita Horima (ari byo kuvuga
«itsembwa»).

18 Yuda yigarurira umugi wa Gaza n'intara yawo, uwa Ashikeloni n'intara yawo, uwa
Ekironi n'intara yawo.

19 Uhoraho yari kumwe na Yuda, ubwo yigaruriraga akarere k'imisozi miremire.
Nyamara ntibashoboye kwirukana abatuye mu kibaya, kuko bari bafite amagare
y'ibyuma.

20 Nk'uko byari byarategetswe na Musa, Heburoni bayigabira Kalebu, ayinyaga
abahungu batatu ba Anaki.

21 Naho Abayebuzi bari batuye i Yeruzalemu, Bene Benyamini ntibabanyaze, ahubwo
Abayebuzi bakomeje guturana na Bene Benyamini i Yeruzalemu kugeza na n'ubu.

22 Abo mu nzu ya Yozefu na bo barazamuka, batera Beteli, kandi Uhoraho yari kumwe
na bo.

23 Inzu ya Yozefu ijya gutata umugi wa Beteli, wahoze witwa Luzi.

24 Nuko intasi zibona umugabo usohotse mu mugi, maze ziramubwira ziti «Twereke
aho twakwinjirira mu mugi, maze tuzabikwiture.»

25 Uwo mugabo arahabereka, maze umugi wose bawumarira ku nkota, naho we
baramureka arigendera n'abe bose.

26 Uwo mugabo ajya mu gihugu cy'Abaheti, ahubaka umugi awita Luzi, ari na ko
ukitwa kugeza na n'ubu.

27 Manase ntiyashoboye gutsinda abaturage b'i Betishani, Tanaki, Dori, Yibileyamu,
Megido, habe n'abo mu midugudu ihakikije, maze Abakanahani bakomeza gutura
muri icyo gihugu.

28 Nyamara aho Israheli ikomereye, yakoresheje imirimo y'uburetwa Abakanahani,
ariko ntiyashobora kubirukana.

29 Efurayimu ntiyashoboye kwirukana Abakanahani bari batuye i Gezeri, nuko
Abakanahani bakomeza guturana na Bene Efurayimu i Gezeri.

30 Zabuloni ntiyashoboye kwirukana abaturage b'i Kitironi kimwe n'ab'i Nahaloli;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Abakanahani baturana na Bene Zabuloni, ariko baragoka bakoreshwa uburetwa.

31Asheri ntiyashoboye kwirukana abaturage b'i Ako kimwe n'ab'i Sidoni, ab'i Ahilavi,
ab'i Akizibu, ab'i Heluba, ab'i Afiki n'ab'i Rehobu.

32Bene Asheri baturanye n'Abakanahani bari batuye igihugu, kubera ko batashoboye
kubirukana.

33Nefutali ntiyashoboye kwirukana abaturage b'i Betishemeshi kimwe n'ab'i
Betanati, nuko baturana n'Abakanahani bari batuye igihugu, ariko abaturage b'i
Betishemeshi n'ab'i Betanati bakoreshwa imirimo y'uburetwa.

34Abahemori baheza Bene Dani mu karere k'imisozi miremire, ntibababakundira
kumanuka ngo bagere mu kibaya.

35Abahemori bakomeza gutura i Hari-Heresi, i Ayaloni n'i Shalivimu, ariko inzu ya
Yozefu imaze gukomera, ibakoresha imirimo y'uburetwa.

36Igihugu cy'Abahemori cyaheraga ku muzamuko w'i Karabimu, kuva ahitwa ku
Rutare, maze ugakomeza ukazamuka.

## Abacamanza 2

### Uhoraho acyaha umuryango we

1Umumalayika w'Uhoraho ava i Giligali, arazamuka agana i Bokimu, maze aravuga
ati «Nabavanye mu gihugu cya Misiri, mbinjiza mu gihugu nari nararahiriye kuzaha
abasekuruza banyu. Naravuze nti 'Sinzigera na rimwe nca ku Isezerano nagiranye
namwe,

2none rero, ntimuzagirane isezerano n'abaturage b'iki gihugu, ahubwo muzasenye
intambiro zabo.' Ariko ntimwumvise ijwi ryanjye. Ubwo se ibyo mwakoze ni ibiki!

3None rero ndababwiye nti 'Sinzabirukana imbere yanyu; maze bazababere umutego
muzagwamo muramya ibigirwamana byabo.'»

4Nuko Umumalayika w'Uhoraho amaze kubwira Abayisraheli bose ayo magambo,
imbaga itera hejuru maze bararira.

5Aho hantu bahita Bokimu (ari byo kuvuga «Abarira»), maze bahaturira Uhoraho
ibitambo.

### Urupfu rwa Yozuwe

6Yozuwe asezerera imbaga y'Abayisraheli, baragenda buri muntu ajya mu munani
we, kugira ngo bature igihugu.

7Umuryango wakomeje kuyoboka Uhoraho igihe cyose Yozuwe yabayeho, ndetse
Yozuwe amaze gupfa, bakomeje kumuyoboka igihe cyose hari hakiriho abakuru
b'imiryango bari barabanye na we, kandi bari barabonye ibyo Uhoraho yakoreye


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Israheli byose.

8 Yozuwe mwene Nuni, umugaragu w'Uhoraho, apfa agejeje ku myaka ijana na cumi.

9 Bamuhamba mu munani we i Timunati-Seraki mu misozi ya Efurayimu, mu majyaruguru y'umusozi wa Gahashi.

10 Nuko icyo gisekuru cyose gisanga abasekuruza bacyo; nyuma y'aho habyiruka ikindi gisekuru, ariko cyo nticyari cyarigeze kimenya Uhoraho, cyangwa se ngo kimenye ibyiza yari yarakoreye Israheli.

### Ubuhemu n'igihano, ukwicuza n'ugukizwa

11 Abayisraheli bakora ibidatunganiye Uhoraho, maze bayoboka za Behali.

12 Bitandukanya n'Uhoraho, Imana y'abasekuruza babo, wabavanye mu gihugu cya Misiri, bayoboka izindi mana z'amahanga abakikije; bazipfukama imbere maze bacumura kuri Uhoraho.

13 Bitandukanyije n'Uhoraho, bayoboka Behali na za Ashitaroti.

14 Nuko uburakari bw'Uhoraho bugurumanira Israheli, maze abagabiza ababanyaga kandi abegurira abanzi babo babakikije. Ntibaba bagishoboye guhangara abanzi babo.

15 Aho bajyaga hose, ikiganza cy'Uhoraho cyabaga kibariho ngo kibateze ibyago, nk'uko Uhoraho yari yarabibabwiye kandi akanabirahirira; umubabaro wabo urushaho kwiyongera.

16 Ni bwo Uhoraho abohereje abacamanza, abakiza abanzi babanyagaga.

17 Ariko n'abo bacamanza ntibabumva, bararikira izindi mana, barazipfukamira, bateshuka bidatinze inzira y'abasekuruza babo bari barumvise amategeko y'Uhoraho; ntibagenza nka bo.

18 Igihe cyose Uhoraho yaboherereza umucamanza, Uhoraho yahoranaga na we mu buzima bwe bwose, kuko yumvaga amaganya baterwaga n'ababarenganya, maze akabagirira impuhwe.

19 Ariko iyo umucamanza yamaraga gupfa, barongeraga bakihindanya cyane kurusha abasekuruza babo, bakayoboka izindi mana, bakazikorera kandi bakazipfukamira; ntibarekaga n'umwe mu migirire no mu myifatire yabo mibi, ahubwo bakanangira umutima.

### Imana igerageza Israheli

20 Uburakari bw'Uhoraho bugurumanira Israheli. Nuko aravuga, ati «Kubera ko iyi mbaga yishe Isezerano ryanjye nagiranye n'abasekuruza babo, kandi ntiyumve ijwi ryanjye,

21 nanjye sinzongera kwirukana imbere yabo ihanga na rimwe mu yo Yozuwe

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

yahasize igihe apfuye.»

22Ibyo byari ukugerageza Israheli, kugira ngo arebe niba izakurikira inzira y'Uhoraho nk'uko abasekuruza babo babigenjeje, cyangwa se niba batazayikurikiza.

23Ni cyo cyatumye Uhoraho areka ayo mahanga, ntahite ayirukana kandi ntayagabize Yozuwe.

## Abacamanza 3

1Dore ayo mahanga Uhoraho yaretse akagumaho, kugira ngo ayageragereshe Abayisraheli bose batigeze bamenya intambara za Kanahani;

2— ibyo byakorewe gusa kugira ngo yigishe ibisekuru bishya bya Israheli, abamenyereze intambara kuko batari bigeze bayimenya —:

3muri ayo mahanga harimo abatware batanu b'Abafilisiti, Abakanahani bose, Abasidoni n'Abahivi bari batuye mu misozi ya Libani, uhereye ku musozi wa Behali-Herimoni ukageza i Hamati.

4Abo bari abo kugeragageresha Israheli, kugira ngo Uhoraho amenye ko bazumvira amategeko yahaye abasekuruza babo akoresheje Musa.

5Abayisraheli baturana n'Abakanahani, Abaheti, Abahemori, Abaperizi, Abahivi n'Abayebuzi;

6barongora abakobwa bo muri ayo mahanga, na bo babashyingira ababo bwite; nuko bayoboka imana z'abo banyamahanga.

### Abacamanza: Otinyeli

7Abayisraheli bakora ibidatunganiye Uhoraho: birengagije Uhoraho, Imana yabo, maze bayoboka za Behali na za Ashitaroti.

8Uburakari bw'Uhoraho bugurumanira Israheli, maze abagabiza Kushani-Risheyatayimu, wari umwami w'Abaramu mu gihugu cyo hagati y'inzuzi zombi; Abayisraheli bakorera Kushani-Risheyatayimu mu gihe cy'imyaka umunani.

9Nuko Abayisraheli batakambira Uhoraho, ni ko kubagoborera umukiza: ari we Otinyeli mwene Kenazi, umuvandimwe wa Kalebu w'umuhererezi.

10Umwuka w'Uhoraho umwuzuraho, maze ategeka Israheli. Arahaguruka agaba ibitero, maze Uhoraho amugabiza Kushani-Risheyatayimu, umwami wa Aramu; amurusha amaboko, aramutsinda.

11Igihugu kimara imyaka mirongo ine mu mutuzo, hanyuma Otinyeli, mwene Kenazi, arapfa.

### Ehudi

12Abayisraheli bongera gukora ibidatunganiye Uhoraho, maze Uhoraho atera

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

inkunga Egiloni, umwami wa Mowabu, kugira ngo arwanye Israheli, kubera ko yakoraga ibidatunganiye Uhoraho.

13Egiloni yitabaza Abahamoni n'Abamaleki, hanyuma atera Israheli, arayitsinda, bigarurira umugi w'Imikindo.

14Abayisraheli bakorera Egiloni, umwami wa Mowabu, mu gihe cy'imyaka cumi n'umunani.

15Nuko Abayisraheli batakambira Uhoraho, maze Uhoraho abagoborera umukiza: ari we Ehudi mwene Gera w'Umubenyamini, watwariraga imoso. Abayisraheli bamuha amaturo, bamushinga kuyabagereza kuri Egiloni, umwami wa Mowabu.

16Ehudi acurisha intambi y'amugi abiri, ayambara ku itako ry'iburyo, imbere y'imyambaro ye.

17Nuko ashyira amaturo Egiloni, umwami wa Mowabu; Egiloni uwo akaba yari umugabo munini cyane.

18Amaze kumuha amaturo, Ehudi aherekeza abantu baje bayikoreye,

19ariko we ngo agere ku Bigirwamana byari bugufi ya Giligali, arakimirana maze abwira umwami, ati «Mwami, Mutegetsi wanjye, ngufitiye ubutumwa ariko ni ibanga!» Undi aravuga ati «Nimube mwigiyeyo!» maze abari aho iruhande rwe bose barasohoka.

20Ehudi yegera Egiloni, wari wasigaye wenyine, yicaye mu cyumba cyo hejuru gifutse. Ehudi aramubwira ati «Mwami, ubutumwa ngufitiye ni ubw'Imana», nuko umwami ahaguruka ku ntebe ye.

21Ehudi arambura ukuboko kw'ibumoso, afata intambi ku itako ry'iburyo maze ayitera umwami mu nda.

22Ikirindi cy'intambi ubwacyo kirinjira, maze ibinure bipfukirana ubugi, kuko Ehudi atari yashinguye intambi mu nda y'umwami. Nuko Ehudi asohokera mu idirishya,

23amaze gufunga inzugi zose z'icyumba cyo hejuru, ashyiraho n'ibihindizo.

24Amaze gusohoka, abagaragu b'umwami baraza maze baritegereza: babonye ko inzugi z'icyumba cyo hejuru zari zifunze, barabwirana bati «Nta gushidikanya, agomba kuba yagiye kwituma muri ka kazu gafatanye n'icyumba gifutse.»

25Baretegereza kugeza ubwo bumirwa. Babonye ko inzugi z'icyumba cyo hejuru zitigera zifunguka, bafata imfunguzo, barakingura. Nuko basanga shebuja arambaraye ku butaka, yapfuye.

26Naho Ehudi yahunze mu gihe bari bagitegereje; arenga kuri bya Bigirwamana, ahunga yerekeza i Seyira.

27Nuko ngo ahagere, avugiriza ihembe mu misozi miremire y'i Efurayimu;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Abayisraheli bamanukana na we abarangaje imbere.

28Arababwira ati «Nimunkurikire kuko Uhoraho yeguriye mu biganza byanyu Abamowabu, abanzi banyu.» Nuko bamanukana na we, bafata ibyambu bya Yorudani byategekwaga na Mowabu, ntibagira uwo bakundira kwambuka.

29Icyo gihe batsinda Mowabu; mu bagabo bagera ku bihumbi cumi kandi b'intwari ntihagira n'umwe urokoka.

30Uwo munsi Mowabu itsindwa na Israheli, nuko igihugu kimara imyaka mirongo inani mu mutuzo.

### Shamugari

31Nyuma ya Ehudi haza Shamugari mwene Anati. Atsinda Abafilisti bagera ku bagabo magana atandatu, abicisha igihosho bashorezaga ibimasa, nuko na we arokora Israheli.

## Abacamanza 4

### Debora na Baraki

1Ehudi amaze gupfa, Abayisraheli bongera gukora ibidatunganiye Uhoraho.

2Uhoraho abagabiza Yabini, umwami wa Kanahani, wari uganje i Hasori. Umugaba w'ingabo ze yari Sisera, ariko we yari atuye i Harosheti-

Goyimu.

3Abayisraheli batakambira Uhoraho, kuko Sisera yari afite amagare y'intambara magana cyenda kandi akaba yarakandamije cyane Abayisraheli, mu gihe cy'imyaka makumyabiri yose.

4Icyo gihe, umuhanuzikazi Debora, muka Lapidoti, yategekaga Israheli.

5Yakundaga kwiyicarira mu nsi y'Umukindo wa Debora, hagati ya Rama na Beteli, mu misozi miremire ya Efurayimu, maze Abayisraheli bakajya bazamuka bakahamusanga, kugira ngo abacire imanza.

6Nuko Debora ahamagaza Baraki, mwene Ahinowamu, w'i Kedeshi ya Nefutali, maze aramubwira ati «Uhoraho, Imana ya Israheli, yagutegetse ngo: Genda ufate abantu ibihumbi cumi muri bene Nefutali no muri bene Zabuloni, ubakoranyirize ku musozi wa Taboru.

7Nanjye nzagusangisha Sisera, umugaba w'ingabo za Yabini, ku mugezi wa Kishoni , ndetse n'amagare ye n'ingabo ze, maze nzamwegurire ibiganza byawe.»

8Baraki aramusubiza ati «Nitujyana nzagenda , ariko nitutajyana nawe sinzagenda.»

9Debora aravuga ati «Nuko rero tuzajyana, ariko ikuzo ntirizaba iryawe, kuko ari umugore Uhoraho yahaye gutsinda Sisera.» Debora arahaguruka, ajyana na Baraki i

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Kedeshi.

10 Bukeye, Baraki ahamagaza Zabuloni na Nefutali i Kedeshi. Abantu ibihumbi cumi bazamukana na we, na Debora barajyana.

11 Ariko Heberi w'Umukeniti yari yaritandukanyije na Kayini wo muri bene Hobabu, sebukwe wa Musa, kandi yari yarashinze ihema rye iruhande rw'igiti cy'umushishi cy'i Sanayimu, bugufi ya Kedeshi.

12 Bamenyesha Sisera ko Baraki mwene Ahinowamu yazamutse ku musozi wa Taboru.

13 Nuko Sisera akoranyiriza i Harosheti-Goyimu amagare ye y'intambara yose, uko ari magana cyenda, hamwe n'imbaga ye yose, maze abajyana ku mugezi wa Kishoni.

14 Debora abwira Baraki, ati «Haguruka, kuko uyu munsi ari bwo Uhoraho akugabije Sisera. Ni koko, Uhoraho arakugenda imbere.» Baraki amanuka ku musozi wa Taboru n'abantu ibihumbi cumi bamukurikiye.

15 Nuko Uhoraho atatanyiriza Sisera, n'amagare ye, n'ingabo ze imbere ya Baraki. Sisera ava ku igare rye, ahunga agenza ibirenge.

16 Baraki akurikirana amagare n'ingabo kugera i Harosheti-Goyimu; ingabo zose za Sisera azimarira ku nkota; ntiyasigaza n'umwe.

17 Ubwo Sisera yahungaga agenza ibirenge, yerekeje ku ihema rya Yayeli, muka Heberi w'Umukeniti, kuko Yabini, umwami wa Hasori, yari afitanye ubwumvikane n'inzu ya Heberi w'Umukeniti.

18 Yayeli arasohoka asanganira Sisera, maze aramubwira ati «Mutegetsi wanjye, hagarara uruhukire iwanjye, kandi ntugire ubwoba.» Nuko Sisera yinjira mu ihema rye, naho undi amworosa ikiringiti.

19 Sisera aramubwira ati «Ndakwinginze ngo umpe utuzi, kuko inyota inyishe.» Uwo mugore apfundura igicuba cy'amata aramuha aranywa, nuko arongera aramworosa.

20 Sisera aramubwira ati «Hagarara hano ku muryango w'ihema, maze nihagira umuntu uza akakubaza ati 'Hari umuntu uri hano?', umusubize uti 'Nta we'.»

21 Ariko Yayeli, muka Heberi, afata urubambo rw'ihema n'inyundo, amwinjirana yitonze maze amushingira urubambo mu musaya, ruragenda rwishita ku butaka; Sisera wari unaniwe yari asinziriye cyane, nuko ahita apfa.

22 Ubwo Baraki aratunguka, agikurikiranye Sisera! Yayeli arasohoka ajya kumusanganira, maze aramubwira ati «Ngwino nkwereke umuntu washakaga.» Nuko barinjirana maze Baraki abona Sisera aho arambaraye yapfuye, urubambo rumushise mu musaya.

23 Uwo munsi Uhoraho acogoza Yabini, umwami wa Kanahani, imbere y'Abayisraheli.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

24Nuko Abayisraheli bamaze gukomera barwanya Yabini, umwami wa Kanahani, kugeza ubwo bamutsinze.

## Abacamanza 5

### Indirimbo ya Debora

1Uwo munsi Debora na Baraki mwene Ahinowamu, baririmba bavuga bati

2«Ubwo muri Israheli biteguye intambara, ubwo imbaga ubwayo yayitabiriye, nimushimire Uhoraho.

3Bami nimwumve, namwe batware, nimutege amatwi! Ngiye kuririmbira Uhoraho, ngiye kurata Uhoraho, Imana ya Israheli.

4Uhoraho, ubwo wavuye mu gihugu cya Seyiri, ugasohoka mu mayaga ya Edomu, isi yahinze umushyitsi, ijuru rirareta, ibicu birekura ibitonyanga,

5imisozi itengagurikira imbere y'Uhoraho, imbere y'Uhoraho, Imana ya Israheli.

6Mu gihe cya Shamugari , mwene Anati, no mu gihe cya Yayeli, abantu bari bararetse kugenda urushorerane, n'abagendaga banyuraga mu mayira aziguye.

7Nta batware bari bakiriho, abatware bari ingume muri Israheli, kugeza ubwo wowe, Debora, ukangutse, ukangutse, mubyeyi muri Israheli.

8Bihitiragamo izindi mana; mu migi itanu nta wari kuhabona ingabo n'imwe, habe n'icumu na rimwe mu Bayisrahel ibihumbi mirongo ine.

9Umutima wanjye uri kumwe n'abatware ba Israheli, n'abo mu mbaga bitanze ku bwende bwabo. Nimushimire Uhoraho!

10Mwebwe abicaye ku ndogobe z'imyeru, mwe abicaye ku mikeka, namwe abari ku rugendo, nimuririmbe!

11Ku mabuga aho bagabanira amazi, aho ni ho bazaratira ugutsinda k'Uhoraho, ugutsinda Israheli ikesha imbaraga ze. Nuko umuryango w'Uhoraho umanuka, ukajya ku marembo y'umugi.

12Kanguka, kanguka, Debora we! Kanguka, kanguka, maze utere indirimbo! Haguruka nawe, Baraki mwene Ahinowamu, maze uganze abari bakwigaruriye!

13Nuko abarokotse baramanukana bishyira abanyacyubahiro, umuryango w'Uhoraho ukoranira iruhande rwe nk'intwari.

14Abakomeye b'i Efurayimu bari mu kabande bakurikirwa na Benyamini bivanga mu ngabo zabo. Umuryango wa Makiri watanze abatware, naho inzu ya Zabuloni itanga abagaba b'ingabo.

15Abatware mu ba Isakari bari kumwe na Debora, na Baraki yirukanka abasanga mu


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kibaya. Naho abo mu nzu ya Rubeni bari mu mpaka z'urudaca.

16Ni iki cyakwicaje hagati y'ibiraro, uteze amatwi imyirongi abashumba bavugiriza amashyo yabo? Ni byo koko, mu nzu ya Rubeni ni ho habereye impaka z'urudaca!

17Muri Gilihadi bituriye hakurya ya Yorudani, naho abo kwa Dani, ni iki cyatumye mwigumira mu mato? Abo kwa Asheri bigumiye ku nkombe z'inyanja, maze batura bugufi y'ibyambu byabo.

18Abo kwa Zabuloni bahaze amagara yabo bahinyura urupfu, kimwe n'abo kwa Nefutali, ntibatinya aho rukomeye.

19Haduka abami bararwana, nuko abami ba Kanahani barwanira i Tanaki ku isoko y'i Megido; ariko nta munyago, nta na feza bahakuye.

20Hejuru mu kirere, inyenyeri na zo zitabira intambara, ku bw'ingendo yazo zirwanya Sisera.

21Umugezi wa Kishoni warabahururanye, Kishoni, umugezi wa kera cyane! None, bugingo bwanjye, genda gitwari usatira urugamba.

22Nuko amafarasi ahita yanduruka, atabagura ibitaka n'ibinono byayo.

23Nimuvume Merozi, ni ko Umumalayika w'Uhoraho avuze. Nimuvume abaturage bayo, kuko batavunnye Uhoraho, batatabaye Uhoraho hamwe n'intwari!

24Yayeli, muka Heberi w'Umukeniti, nahabwe umugisha mu bagore; mu bagore bose batuye mu mahema nahabwe umugisha!

25Sisera yamusabye amazi, we amuha amata; amuhereza ikivuguto mu nkongoro ya gipfura.

26Arambura ukuboko afata urubambo, ukw'indyo gusingira inyundo y'abakozi; ayikubita Sisera amumena umutwe; aramujanjagura, maze amuhinguranya imisaya.

27Arikuba yitura hasi arambaraye; imbere ye ni ho yaguye. Aho yaguye yikubye, ni ho yapfiriye.

28Nyina wa Sisera ahanze amaso mu idirishya, ahanze amaso mu idirishya aganya agira ati 'Kuki igare rye ritinze kugera hano? Kuki amagare ye agenda buhoro, ategereje iki?'

29Umunyabwenge muri bagenzi be aramusubiza ati

30'Aho ntibabonye iminyago bakaba bayigabana: umukobwa umwe cyangwa babiri kuri buri muntu, umunyago w'imyenda y'amabara kuri Sisera, umutako umwe cyangwa ibiri iboshye yo kwambika ijosi rye!'

31Abanzi bawe bose, Uhoraho, baragapfa urwa Sisera, naho incuti zawe zimere nk'izuba rirasanye ingufu.» Nuko igihugu kimara imyaka mirongo ine mu mutuzo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Abacamanza 6

### Madiyani itsinda Israheli

1 Abayisraheli bakora ibidatunganiye Uhoraho; nuko Uhoraho abagabiza Abamadiyani , mu gihe cy'imyaka irindwi.

2 Madiyani itsinda bikomeye Israheli, bituma Abayisraheli bihisha mu mikokwe yo ku misozi, mu buvumo no mu bisimu, kugira ngo barokoke Madiyani.

3 Ariko buri gihe, iyo Abayisraheli babaga bamaze kubiba imyaka mu mirima, Madiyani na Amaleki hamwe n'abantu b'iburasirazuba, barabateraga.

4 Bagaca ingando bugufi ya Israheli, bakangiza imyaka yose yeze mu gihugu kugeza hafi ya Gaza, kandi ntibagire icyo basigira Israheli cyo kuyitunga, habe n'intama n'imwe, ikimasa cyangwa indogobe.

5 Koko rero, bazamukanaga n'amashyo yabo n'amehema yabo, bakahagera ari benshi cyane nk'inzige, — bo ubwabo n'ingamiya zabo ntawashoboraga kubabarura — maze bakinjira mu gihugu bakakiyogoza.

6 Bityo, Israheli icika intege kubera ibyo Madiyani yayikoreraga; maze Abayisraheli batakambira Uhoraho.

7 Nuko rero Abayisraheli bamaze gutakambira Uhoraho kubera ibyago Madiyani yabatezaga,

8 Uhoraho abohereza umuhanuzi kubabwira, ati «Dore uko Uhoraho, Imana ya Israheli avuze: Ni jye wabakuye mu gihugu cya Misiri no mu nzu y'ubucakara.

9 Nabakijije Abanyamisiri n'ababicishaga agahato bose; nabirukanye imbere yanyu maze mbaha igihugu cyabo.

10 Narababwiye nti 'Ndi Uhoraho, Imana yanyu. Ntimuzubahe imana z'Abahemori muturiye mu gihugu!' Ariko mwanze kumva ijwi ryanjye!»

### Imana ishyiraho Gideyoni gukiza Israheli

11 Umumalayika w'Uhoraho araza, yicara mu nsi y'igiti cy'umushishi cy'i Ofura, cyari icya Yowasi wo mu nzu ya Abiyezeri. Umuhungu we Gideyoni yasekuriraga ingano mu kinogo bengeragamo, kugira ngo azihungishe Abamadiyani.

12 Umumalayika w'Uhoraho aramubonekera maze aramubwira ati «Uhoraho ari kumwe nawe, musirikare w'intwari!»

13 Gideyoni aramusubiza ati «Ni ko se, Mutegetsi wanjye! Niba Uhoraho ari kumwe natwe, ni kuki ibi byose bitwugarije? Byaba se biri he, ibitangaza byose abasekuruza bacu batubwiraga, bagira bati 'Uhoraho se, si We wadukuye mu gihugu cya Misiri?' None rero Uhoraho yaradutereranye, atugabiza Abamadiyani!»

14 Nuko Uhoraho arahindukira, aramwitegereza maze aramubwira ati «Genda

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ukoreshe izo mbaraga ufite, maze Israheli uyikize Madiyani. Koko kandi, ni jye ukohereje!»

15Ariko Gideyoni aramubaza ati «Ni ko se, Mutegetsi wanjye, Israheli nzayikiza nte? Inzu yanjye ni yo isuzuguritse mu mazu ya Manase; kandi nanjye, ni jye muto mu rugo rwa data!»

16Uhoraho aramubwira ati «Nzaba ndi kumwe nawe, bityo uzatsinda Abamadiyani bose icyarimwe.»

17Gideyoni aramusubiza ati «Niba koko nabonye ubutoni imbere yawe, binyerekeshe ikimenyetso ko ari wowe tuvugana.

18Ndagusabye ngo ntutirimuke hano, kugeza ubwo ngaruka nkuzaniye ituro, maze no kurihereza imbere yawe.» Uhoraho aramubwira ati «Ndaguma aha kugeza ubwo uri bugaruke.»

19Gideyoni araza abaga umwana w'ihene, afata ifu yuzuye igitebo, ayikoresha imigati idasembuye. Ashyira inyama mu nkangara n'amaraso mu cyungo, maze byose abijyana mu nsi y'igiti cy'umushishi, arabihereza.

20Umumalayika w'Imana aramubwira ati «Fata inyama n'imigati idasembuye, ubishyire hejuru y'urutare maze ubisukeho amaraso!» Nuko Gideyoni abigenza atyo.

21Umumalayika w'Uhoraho atunga isonga y'inkoni yari afashe mu ntoki, maze ayikoza kuri za nyama no kuri ya migati idasembuye. Nuko umuriro ucucumuka muri rwa rutare, maze utwika za nyama na ya migati idasembuye. Ibyo birangiye, Umumalayika w'Uhoraho arazimira, ntiyongera kumubona.

22Nuko Gideyoni abona ko yari Umumalayika w'Uhoraho, ni ko kuvuga ati «Nyagasani, Mana, koko nabonye Umumalayika w'Uhoraho!»

23Uhoraho aramubwira ati «Gira amahoro! Humura; ntuzapfa.»

24Aho hantu Gideyoni ahubakira Uhoraho urutambiro, maze arwita «Uhoraho-Mahoro.» Urwo rutambiro ruracyari i Ofura ya Abiyezeri kugeza na n'ubu.

### Gideyoni asenya urutambiro rwa Behali

25Nuko muri iryo joro, Uhoraho abwira Gideyoni ati «Fata ikimasa cy'umushishe cya so, maze usenye urutambiro rwa Behali ruri kwa so, kandi uteme n'igiti cyeguriwe ibigirwamana biri iruhande rwarwo.

26Hanyuma wubakire Uhoraho, Imana yawe, urutambiro rutunganye ku kanunga k'uriya musozi; ufate cya kimasa ugitureho igitambo gitwikwa hejuru y'inkwi za cya giti cyeguriwe ibigirwamana uri bube watemye.»

27Nuko Gideyoni afata abantu cumi mu bagaragu be, maze agenza uko Uhoraho yari yabimubwiye. Ariko kubera ko yatinyaga abantu bo mu nzu ya se n'abo mu mugi, aho

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kubikora ku manywa, abikora nijoro.

28 Mu gitondo, abantu bo mu mugi babona urutambiro rwa Behali rwarimbutse, ndetse n'igiti cyeguriwe ibigirwamana cyari iruhande rwarwo, basanga cyatemwe, bagitwikishije ikimasa ho igitambo ku rutambiro rwari rumaze kubakwa.

29 Nuko barabazanya bati «Ibi byakozwe na nde?» Bamaze kubaririza no gushakisha, baravuga bati «Gideyoni, mwene Yowasi ni we wabikoze!»

30 Abantu bo mu mugi babwira Yowasi bati «Shyira ahagaragara umuhungu wawe maze apfe, kuko yarimbuye urutambiro rwa Behali, kandi agatema igiti cyeguriwe imana zacu cyari iruhande rwarwo.»

31 Yowasi asubiza abari bamukikije bose, ati «Ese ni mwe mugomba kuburanira Behali? Cyangwa se ni mwe muje kumutabara? (Buri muntu wese ushaka kuburanira Behali, agomba kwicwa butaracya!) Niba Behali ari Imana, niyiburanire ubwe, kuko Gideyoni yarimbuye urutambiro rwe.»

32 Uwo munsi Gideyoni bamwita Yerubehali, bavuga bati «Behali niyiburanire, kuko yarimbuye urutambiro rwe.»

### Gideyoni asaba Imana icyemezo

33 Madiyani yose na Amaleki, hamwe n'abantu b'iburasirazuba bamaze guhuza umugambi, barakorana, bambuka Yorudani maze baca ingando mu kibaya cy'i Yizireyeli.

34 Umwuka w'Uhoraho wisesura kuri Gideyoni, avuza ihembe maze ahamagara umuryango wose wa Abiyezeri ngo umutabare.

35 Yohereza impuruza mu mazu yose ya Manase, kugira ngo bamutabare. Arongera yohereza impuruza mu muryango wa Asheri, uwa Zabuloni n'uwa Nefutali, na bo bazamuka bamusanga.

36 Gideyoni abwira Imana ati «Niba ushaka gukirisha Israheli ikiganza cyanjye nk'uko wabivuze,

37 dore ngiye kurambura uruhu rw'ubwoya bwinshi ku mbuga: nihaboneka ikime ku ruhu honyine maze ubutaka bukagumya kumuka, ndamenyeraho ko ushaka gukirisha Israheli ikiganza cyanjye, nk'uko wabivuze.»

38 Nuko bigenda bityo. Mu gitondo, Gideyoni abyutse azinga uruhu, maze abona ikime cyuzuye igikombe cy'amazi.

39 Gideyoni ni ko kubwira Imana, ati «Ntundakarire ninongera kuvuga rimwe gusa. Nyemerera nongere nshake ubwa nyuma icyemezo nkoresheje uru ruhu: noneho uruhu rwonyine rusigare rwumutse, naho ikime gitwikire ubutaka bwose.»

40 Imana ibigenza ityo muri iryo joro: uruhu rwonyine rugumya kumuka, naho ikime

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

gitwikira ubutaka bwose.

## Abacamanza 7

### Gideyoni asigarana ingabo magana atatu

1Yerubehali — ari we Gideyoni — abyuka mu gitondo cya kare, n'imbaga yose yari kumwe na we, maze baca ingando i Eyini-Harodi, naho ingando ya Madiyani ikaba mu majyaruguru, mu kibaya aherekera ku musozi wa More.

2Uhoraho abwira Gideyoni, ati «Imbaga muri kumwe ikabije ubwinshi, bitatuma nkugabiza Madiyani: hato Israheli itaziyitirira ikuzo ryanjye, ikavuga ngo 'Narokowe n'ikiganza cyanjye!'

3Kubera ibyo rero, utangarize imbaga ibi ngibi: 'Ufite ubwoba n'uwumva adagadwa wese, yisubirire iwe!'» Nuko Gideyoni arabagerageza, maze abantu ibihumbi makumyabiri na bibiri muri iyo mbaga bitahira iwabo, hasigara abantu ibihumbi cumi.

4Uhoraho abwira Gideyoni, ati «Iyi mbaga iracyakabije ubwinshi! Bamanure bajye ku nkombe y'amazi, abe ariho mbageragereza. Bityo uwo nzakubwira nti 'Uyu najyane nawe', uwo azajyana nawe, naho buri muntu nza kukubwira nti 'Uyu ntajyane nawe', uwo ntimuzajyana!'»

5Nuko Gideyoni amanukana imbaga ku nkombe y'amazi; maze Uhoraho aramubwira ati «Umuntu wese uza kurigata amazi n'ururimi nk'uko imbwa zibigenza, umushyire ukwe; naho abaza gupfukama kugira ngo bayayoreshe amashyi, na bo ubashyire ukwabo.»

6Nuko umubare w'abarigase amazi n'ururimi ugera ku bantu magana atatu, naho abasigaye bose bari bapfukamye kugira ngo begereze amazi ku munwa n'amashyi.

7Uhoraho abwira Gideyoni, ati «Abo bantu magana atatu barigase amazi ni bo nzakoresha mbakiza, ni na bo kandi nzakoresha kugira ngo ngabize Madiyani ibiganza byawe. Imbaga nini isigaye, buri muntu natahe iwe.»

8Abo uko ari magana atatu bafata ibibindi byarimo impamba y'imbaga, bafata n'amahembe yabo, hanyuma Gideyoni asezerera abandi Bayisraheli bose basubira mu mahema yabo, agumana na ba bantu magana atatu. Ubwo ingando ya Madiyani yari mu kibaya, mu nsi y'iye.

### Ikimenyetso cyo gutsinda

9Nuko muri iryo joro Uhoraho abwira Gideyoni, ati «Haguruka, umanuke ugane abanzi bawe kuko nabakugabije.

10Ariko niba utinya kumanuka wenyine, jyana na Pura umugaragu wawe, werekeze ku ngando.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11Uzumva ibyo bahavugira, urusheho kugira ubutwari kandi ushobore gusakiza ingando. Nuko amanukana na Pura umugaragu we, bagera ku barinzi ba mbere b'ingando.

12Ubwo Madiyani, Amaleki hamwe n'abantu b'iburasirazuba bose, bari banyanyagiye mu kibaya ari nk'inzige; ntawabashaga kubara ingamiya zabo, na zo zari nyinshi nk'umusenyi wo ku nkombe y'inyanja.

13Ahageze, Gideyoni yumva umuntu warotoreraga mugenzi we inzozi ze, agira ati «Narose mbona irobe ry'umutsima w'ingano za bushoki ritembagara mu ngando ya Madiyani, riraza ryisekura ku ihema , ririkoza hasi no hejuru kugeza ubwo riribirinduye!»

14Mugenzi we amusubiza, agira ati «Si ikindi kindi kandi kitari inkota ya Gideyoni, mwene Yowasi, w'Umuyisraheli. Imana yamugabije Madiyani n'ingando yayo yose.»

15Nuko Gideyoni amaze kumva irotorwa ry'izo nzozi n'igisobanuro cyazo, arapfukama ashimira Imana maze agaruka ku ngando ya Israheli; arababwira ati «Nimuhaguruke, kuko Uhoraho yabagabije ingando ya Madiyani!»

## Ugutsindwa kwa Madiyani

16Ba bantu uko ari magana atatu, Gideyoni abacamo amatsinda atatu. Buri muntu amuha ihembe n'ikibindi kirimo ubusa, muri buri kibindi hashinzemo ifumba y'umuriro.

17Nuko arababwira ati «Muze kunyitegereza aho mba ndi, maze uko ndibugenze namwe mugenze mutyo.

18Jyewe n'abo turi kumwe nituza kuvuza ihembe, namwe muhereko muvuza amahembe mu mpande zose z'ingando, maze mutere hejuru, mugira muti 'Ku bw'Uhoraho no ku bwa Gideyoni!'»

19Gideyoni n'abantu ijana bari kumwe na we bagera bugufi y'ingando ahagana mu gicuku, ubwo abanyezamu bari bamaze gusimburana. Baherako bavuza ihembe, bamenagura n'ibibindi bari bafite mu ntoki.

20Nuko ya matsinda uko ari atatu avuza ihembe, amenagura n'ibibindi; mu kiganza cy'ibumoso bari bafashe ifumba y'umuriro, naho mu cy'iburyo bafashe amahembe bayavuza, maze bagatera hejuru bati «Ku bw'Uhoraho no ku bwa Gideyoni!»

21Igihe bagihagaze buri muntu mu mwanya we bakikije ingando, abo mu ngando bose uko bakabaye batangira kwiruka no guhunga, ari ko bagenda bavuza induru.

22Nuko mu gihe ba bantu magana atatu bavuzaga amahembe yabo, Uhoraho atuma abari mu ngando basubiranamo, buri muntu agatera inkota mugenzi we, maze bose barahunga kugera i Betishita, ku ruhande rwerekera i Saritani, no kugera ku nkombe ya Abeli Mehola, bugufi ya Tabati.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

23Nuko Abayisraheli bose uko bahurujwe mu miryango ya Nefutali, Asheri na Manase, bakurikirana Abamadiyani.

24Gideyoni yohereza intumwa mu karere k'imisozi miremire yose y'i Efurayimu kuvuga ziti «Mumanuke bwangu mutangire Abamadiyani, mubatange ku mariba y'amazi, kugera i Betibara ndetse no kuri Yorudani.» Abantu bose b'i Efurayimu barahuruzwa, maze babatanga ku mariba y'amazi, kugera i Betibara ndetse no kuri Yorudani.

25Bafata mpiri abatware babiri b'Abamadiyani, Orebu na Zehebu. Orebu bamwicira ku rutare rwa Orebu, naho Zehebu bamwicira ku rwengero rwa Zehebu. Hanyuma bakomeza kubakurikirana ahagana Madiyani, maze bazanira Gideyoni umutwe wa Orebu n'uwa Zehebu hakurya ya Yorudani.

## Abacamanza 8

### Uburakari bw'Abefurayimu

1Abefurayimu babaza Gideyoni, bati «Ni iki cyaguteye kutaduhuruza, ugiye gutera Madiyani?» Nuko baramutonganya cyane.

2Gideyoni arabasubiza ati «Nakoze iki se cyagereranywa n'ibyanyu? Ntimuzi ko uduhumbano tw'imizabibu ya Efurayimu dusumbye kure umusaruro wa Abiyezeri?

3Imana se si mwe yagabije Orebu na Zehebu, abatware ba Madiyani? Naba narakoze iki se cyagereranywa n'ibyanyu?» Amaze kubabwira ayo magambo, uburakari bari bamufitiye buracogora.

### Gideyoni mu burasirazuba bwa Yorudani

4Nuko Gideyoni n'abantu magana atatu bari kumwe na we bagera kuri Yorudani maze barambuka. N'ubwo bari baguye agacuho, bakomeza gukurikirana Abamadiyani.

5Ageze i Sukoti abwira abantu baho, ati «Ndabinginze ngo mumpere abantu turi kumwe utugati kuko bishwe n'inzara, kandi nkaba ngikurikiranye Zebahi na Salimuna, abami ba Madiyani.»

6Ariko abatware ba Sukoti baramusubiza bati «Mbese Zebahi na Salimuna wabigaruriye ngo noneho tubone kugaburira ingabo zawe?»

7Gideyoni ni ko kubasubiza, ati «Uhoraho namara kwegurira Zebahi na Salimuna mu biganza byanjye, mwebwe nzabakubitisha amahwa n'imifatangwe byo mu butayu.»

8Avuye aho, azamuka agana i Penuweli, na bo ababwira nk'uko yabwiye aba mbere, maze abantu b'i Penuweli na bo bamusubiza nk'ab'i Sukoti.

9Nuko Gideyoni asubiza abo bantu b'i Penuweli, ati «Nindamuka ngarutse amahoro, nzasenya uyu munara wanyu!»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Zebahi na Salimuna bari muri Karikori, n'ingabo zabo zigera ku bantu ibihumbi cumi na bitanu, ari bo bacitse ku icumu mu ngabo z'iburasirazuba. Ni koko kandi, mu ngabo zabo hari hapfuyemo abantu ibihumbi ijana na makumyabiri.

11Gideyoni azamuka akurikiye inzira igana ku batuye mu mahema, iburasirazuba bwa Novahi na Yogiboha, nuko atsinda n'abari basigaye kandi bo bibwiraga ko bihagazeho.

12Zebahi na Salimuna barahunga, ariko Gideyoni arabakurikirana; afata mpiri abo bami bombi ba Madiyani, Zebahi na Salimuna, maze aca igikuba mu ngabo zose.

13Gideyoni, mwene Yowasi, atabarutse anyura ku musozi wa Heresi.

14Agwa gitumo umusore w'i Sukoti, amubaza abatware n'abakuru b'imiryango babo, nuko uwo musore arabamwandikira bose, uko ari mirongo irindwi na barindwi.

15Hanyuma Gideyoni asanga abantu b'i Sukoti maze arababwira ati «Nimurebe Zebahi na Salimuna, mwanciragaho umugani muvuga muti 'Mbese Zebahi na Salimuna wabigaruriye ngo noneho tubone kugaburira ingabo zawe zishonje?'»

16Ahera ko afata abatware b'umugi, afata n'amahwa n'imifatangwe byo mu butayu, abikubitisha abantu b'i Sukoti.

17Amenagura umunara w'i Penuweli, arimbura n'abantu bose b'uwo mugi.

18Hanyuma abaza Zebahi na Salimuna, ati «Abantu mwiciye ku musozi wa Taboru bari bameze bate?» Baramusubiza bati «Bari bameze nkawe. Buri muntu wasangaga asa n'umwana w'umwami.»

19Arababwira ati «Bari abavandimwe banjye, bene mama! None ndahiye ubuzima bw'Uhoraho ko iyo mubareka bakabaho nanjye sinari kubica!»

20Ni ko kubwira Yeteri, umuhungu we w'imfura, ati «Haguruka maze ubice!» Ariko uwo musore atinya gukura inkota, agira ubwoba kuko yari akiri muto.

21Nuko Zebahi na Salimuna baravuga bati «Haguruka utwiyicire wowe ubwawe, kuko buri muntu akora uko imbaraga ze zingana.» Gideyoni arahaguruka, yica Zebahi na Salimuna, hanyuma afata imitako yari mu majosi y'ingamiya zabo.

### Iminsi ya nyuma ya Gideyoni

22Abayisraheli babwira Gideyoni, bati «Utubere umutware wowe ubwawe, hanyuma umuhungu wawe, nyuma na we azazungurwen'umuhungu we, kuko waturokoye ikiganza cya Madiyani.»

23Gideyoni arabasubiza, ati «Ari jye, ari n'umuhungu wanjye, nta we uzababera umutware. Uhoraho nababere umutware!»

24Gideyoni yongera kubabwira ati «Nagira ngo ngire icyo mbabaza: buri muntu nampereze impeta avanye mu munyago we!» Kandi koko, abo bari batsinze bari

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bambaye impeta za zahabu, kuko bari Abayismaheli.

25Baramusubiza bati «Rwose tugiye kuziguha!» Nuko basasa igishura maze buri muntu akajugunyaho impeta akuye mu munyago we.

26Izo mpeta za zahabu Gideyoni yari yabasabye, zigira uburemere bugera ku masikeli magana arindwi ya zahabu, utabariyemo imitako, amaherena yo ku matwi n'imyenda y'imihemba yambarwaga n'abami b'i Madiyani, utabariyemo kandi n'imitako yo mu majosi y'ingamiya zabo.

27Gideyoni azikoramo ishusho ry'ikigirwamana, arishyira mu mugi we i Ofura. Israheli yose ikaza kuramya iryo shusho, nuko ribera umutego Gideyoni n'inzu ye.

28Madiyani itsindwa ityo n'Abayisraheli, ntiyongera no kubyutsa umutwe. Nuko igihugu kimara imyaka mirongo ine mu mutuzo, mu gihe cyose Gideyoni yari akiriho.

29Yerubehali, mwene Yowasi, aragenda yigumira iwe.

30Gideyoni yagize abahungu mirongo irindwi bamukomokaho, kuko yari atunze abagore benshi cyane.

31Naho inshoreke ye yari i Sikemu, na yo yamubyariye umwana w'umuhungu, amwita Abimeleki.

32Gideyoni, mwene Yowasi, apfa yisaziye neza, maze bamuhamba mu mva ya Yowasi, i Ofura ya Abiyezeri.

33Ariko Gideyoni amaze gupfa, Abayisraheli bongera kuramya za Behali, bemera Behali-Beriti ho imana yabo.

34Abayisraheli ntibari bacyibuka Uhoraho, Imana yabo, wari warabarokoye abanzi babo bose babakikije,

35kandi birengagiza inzu ya Yerubehali-Gideyoni, nyuma y'ibyiza byose yari yarakoreye Israheli.

## Abacamanza 9

### Abimeleki aba umwami w'i Sikemu

1Abimeleki, mwene Yerubehali, ajya i Sikemu kureba bene nyina kugira ngo avugane na bo, ndetse n'umuryango wose w'inzu ya se n'iya nyina, maze arababwira ati

2«Mubwire mutya abantu b'i Sikemu: icyababera cyiza ni ikihe? Gutegekwa n'abantu mirongo irindwi — abahungu bose ba Yerubehali — cyangwa se gutegekwa n'umuntu umwe gusa? Mwibuke neza ko ndi uwo mu magufwa yanyu n'umubiri wanyu.»

3Nuko bene nyina basubirira abantu b'i Sikemu bose muri ayo magambo ya Abimeleki, maze umutima wabo werekera kuri Abimeleki, kuko bibwiraga bati «Ni

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

umuvandimwe wacu.»

4Baherako bamuha amasikeli mirongo irindwi y'umuringa bakuye mu ngoro ya Behali-Beriti, ari na yo Abimeleki yaguzemo abantu b'imburamukoro n'ibyihebe, bamuherekezaga.

5Nuko asubira mu nzu ya se i Ofura maze yica abavandimwe be, bene Yerubehali; abicira icyarimwe ari mirongo irindwi. Harokotse Yotamu, mwene Yerubehali w'umuhererezi wenyine, kuko yari yihishe.

6Abanyacyubahiro b'i Sikemu n'ab'i Betimilo bose barakorana, bajya i Sikemu mu nsi y'igiti cy'umushishi, iruhande rw'ibuye rishinze bukingi ryari rihari, maze bimika Abimeleki aba umwami.

### Umugani wa Yotamu

7Nuko bamenyesha Yotamu ibyabaye, aherako ajya mu mpinga y'umusozi wa Garizimu; arangurura ijwi maze arababwira ati «Nimunyumve, bantu b'i Sikemu, namwe kandi Imana ibumve!

8Umunsi umwe, ibiti byafashe inzira bijya kwimika uzabibera umwami. Bibwira igiti cy'umuzeti, biti 'Tubere umwami!'

9Umuzeti urasubiza uti 'Ndeke gutanga amavuta yanjye ahesha icyubahiro imana n'abantu, ngo ngiye kwinaniza ntegeka ibindi biti?'

10Ibiti bibwira umutini, biti 'Ngwino utubere umwami!'

11Umutini urasubiza uti 'Ndeke gutanga uburyohe bwanjye n'imbuto zanjye nziza, ngo ngiye kwinaniza ntegeka ibindi biti?'

12Noneho ibiti bibwira umuzabibu, biti 'Ngwino utubere umwami!'

13Umuzabibu urasubiza uti 'Ndeke gutanga divayi yanjye ishimisha imana n'abantu, ngo ngiye kwinaniza ntegeka ibindi biti?'

14Nuko ibiti byose bibwira igihuru cy'amahwa, biti 'Ngwino utubere umwami!'

15Ariko igihuru cy'amahwa kirabibwira kiti 'Niba koko munyimitse mubishaka kugira ngo mbabere umwami, nimuze mwugame mu gicucu cyanjye. Ariko niba bitabaye ibyo, umuriro uzasohoka mu gihuru cy'amahwa, maze utsembe amasederi yose ya Libani.'»

16Yotamu akomeza, agira ati «Mwebwe se, ubwo mwimikaga Abimeleki ho umwami, mwabikoranye umurava n'umutima utaryarya? Ese mwabikoze muzirikana Yerubehali n'inzu ye yose, mutibagiwe ineza mukesha ibyo yabakoreye?

17Koko rero data yarabarwaniriye, ahara amagara ye maze abarokora ikiganza cya Madiyani.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

18 None, dore uyu munsi mwahagurukiye inzu ya data; mwishe abahungu be, mwicira icyarimwe abantu mirongo irindwi, maze mwimika Abimeleki, umuhungu w'umugore w'inshoreke ngo abere umwami abanyacyubahiro b'i Sikemu, kuko ari umuvandimwe wanyu!

19 Niba rero ibyo byose mwabikoranye umurava n'umutima utaryarya, mubigirira Yerubehali n'inzu ye yose, Abimeleki nabatere gusendera ibyishimo, namwe mubimusenderezemo!

20 Niba kandi bitabaye bityo, umuriro uzasohoka muri Abimeleki maze utsembeho abanyacyubahiro b'i Sikemu na Betimilo; umuriro usohoke kandi mu banyacyubahiro b'i Sikemu na Betimilo, maze utwike Abimeleki!»

### Sikemu igomera Abimeleki

21 Nuko Yotamu arahunga ajya i Beyeri; arahatura kuko hari kure ya Abimeleki, umuvandimwe we.

22 Abimeleki ategeka Israheli mu gihe cy'imyaka itatu,

23 hanyuma Imana itera umwuka mubi muri Abimeleki n'abatware b'i Sikemu, maze abatware b'i Sikemu bagomera Abimeleki.

24 Ibyo byabereye kugira ngo Abimeleki ahanirwe ubugome bwe, kuko yishe, akamena amaraso y'abahungu mirongo irindwi ba Yerubehali, abavandimwe be; no kugira ngo abatware b'i Sikemu bahanirwe ko bamwoheje kwica abavandimwe be.

25 Abatware b'i Sikemu bashaka gukoshesha Abimeleki, ni ko kugaba udutsiko tw'abantu mu mpinga z'imisozi, bacuza buri wese wahanyuraga; nuko Abimeleki aza kubimenya.

26 Ubwo rero Gahali mwene Ebedi agera i Sikemu ari kumwe n'abavandimwe be, maze abatware b'i Sikemu baramwizera.

27 Baherako barasohoka, bajya mu mizabibu yabo basarura imbuto maze benga amayoga, hanyuma bategura iminsi mikuru. Bajya mu ngoro y'imana yabo, bararya kandi baranywa, maze bavuma Abimeleki.

28 Gahali arababaza ati «Mbese Abimeleki yaba ari muntu ki kuri Sikemu, kugira ngo adutegeke? Ahubwo mwene Yerubehali na Zebuli icyegera cye, si bo bakwiye gutegekwa n'abantu ba Hamori, umukuru wa Sikemu? Ni kuki se ari twe twamugaragira?

29 Uwampa gutegeka iki gihugu ngo urebe ukuntu nakwikiza Abimeleki! Namubwira nti 'Ongera ingabo zawe maze uze turwane.'»

30 Zebuli, umutegeka w'umugi, yumva ayo magambo ya Gahali mwene Ebedi, nuko ararakara.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

31 Yohereza rwihishwa intumwa kuri Abimeleki kumubwira ziti «Dore Gahali mwene Ebedi n'abavandimwe be bari i Sikemu, bariho baroshya umugi kukugomera.

32 None rero, haguruka iri joro n'abantu muri kumwe, maze mwihishe mu gasozi.

33 Hanyuma nibucya, izuba rikimara kurasa, uzaze maze utere umugi. Igihe Gahali n'abantu bari kumwe na we bazasohoka baje kukurwanya, uzabagenera ikibakwiye.»

34 Nuko Abimeleki n'abari kumwe na we bose babyuka mu gicuku, bicamo amatsinda ane maze bihisha bugufi ya Sikemu.

35 Gahali mwene Ebedi, arasohoka ahagarara ku irembo ry'umugi. Ako kanya Abimeleki n'ingabo ze bahita bava mu bwihisho.

36 Gahali abonye icyo gico cy'abantu, abwira Zebuli ati «Dore igico cy'abantu bamanuka mu mpinga z'imisozi.» Ariko Zebuli aramusubiza ati «Biriya ni ibicucu by'imisozi wita abantu.»

37 Gahali arongera ati «Dore abantu bamanuka mu ibanga ry'umusozi, n'abandi baje baturuka ku giti cy'umushishi w'Abapfumu.»

38 Zebuli aramusubiza ati «Ka karimi kawe se kagannye he? Si wowe wahoze uvuga ngo 'Mbese Abimeleki yaba ari muntu ki kuri Sikemu, kugira ngo adutegeke? 'Sohoka noneho maze umurwanye.»

39 Gahali asohoka arangaje imbere y'abantu b'i Sikemu, arwana na Abimeleki.

40 Gahali arahunga, Abimeleki aramukurikirana, maze hagwa abantu benshi kugera ku irembo ry'umugi.

41 Hanyuma Abimeleki atura Aruma, naho Zebuli yirukana Gahali n'abavandimwe be, kugira ngo bataguma i Sikemu.

### Sikemu isenywa

42 Bukeye, abatuye mu mugi basohoka bajya mu misozi, maze babimenyesha Abimeleki.

43 Nuko Abimeleki afata ingabo ze, azicamo amatsinda atatu, bajya kwihisha ku gasozi. Ngo arabukwe abaturage basohotse mu mugi, abagwa gitumo arabica.

44 Ubwo Abimeleki n'itsinda ryari kumwe na we baraza bigarurira amarembo y'umugi, naho amatsinda abiri asigaye atera abari mu gasozi, maze barabica bose.

45 Abimeleki arwana umunsi wose n'abantu b'uwo mugi, hanyuma arawigarurira, yica abaturage bawo bose; umugi awunyanyagizaho umunyu.

46 Abatware b'i Migidali-Sikemu babyumvise bateranira mu buvumo bwari mu nsi y'ingoro ya Eli-Beriti.

47 Abimeleki aza kumenya ko abatware b'i Migidali-Sikemu bahakoraniye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

48 Nuko Abimeleki n'ingabo ze barazamuka bajya ku musozi wa Salimoni. Abimeleki ni ko gufata ishoka, ayitemesha ishami ry'igiti, arariterura arishyira ku rutugu rwe, maze abwira ingabo ze, ati «Ibyo mubonye nkoze, namwe nimwihutire kubikora.»

49 Buri muntu mu bo bari kumwe, na we atema ishami, nuko bakurikira Abimeleki. Hanyuma ya mashami bayarunda kuri bwa buvumo, barayakongeza maze ubuvumo burakongoka n'abari baburimo bose. Abaturage b'i Migidali-Sikemu na bo baricwa, bapfa ari abagabo n'abagore bagera ku gihumbi.

### Urupfu rwa Abimeleki

50 Nuko Abimeleki arahaguruka yerekeza i Tebesi ; arayigota kandi arayigarurira.

51 Muri uwo mugi hakaba umunara uzitiye, aho abantu bose, abagabo n'abagore ndetse n'abakuru b'umugi bari bahungiye. Bamaze gufunga inzugi, barazamuka bajya ahitaruye ku gisenge cy'umunara.

52 Abimeleki aza gutera umunara, arawusatira kugera ku rugi, kugira ngo awutwike.

53 Nuko umugore amutera ingasire mu mutwe, maze amumena agahanga.

54 Ako kanya Abimeleki ahamagara umutwaje intwaro, aramubwira ati «Kura inkota yawe maze unsonge, hato bataza kunnyega bavuga ngo 'Yishwe n'umugore!'» Nuko umutwaje inkota aramusogota, arapfa.

55 Abayisraheli babonye ko Abimeleki apfuye, baragenda buri muntu asubira iwe.

56 Nguko uko Imana yahannye Abimeleki, kubera ibibi byose yakoreye se, yica abavandimwe be mirongo irindwi.

57 N'abantu b'i Sikemu, Imana yarabahannye kubera ubugome bwabo. Nuko imivumo Yotamu mwene Yerubehali yabavumye, irangira ityo.

## Abacamanza 10

### Abandi bacamanza: Tola, Yayiri

1 Nyuma ya Abimeleki haza Tola mwene Puwa, mwene Dodo, akaba umugabo wo mu muryango wa Isakari, wari utuye i Shamiri mu karere k'imisozi miremire y'i Efurayimu, ahagurukira gukiza Israheli.

2 Aba umucamanza muri Israheli mu gihe cy'imyaka makumyabiri n'itatu; arapfa maze ahambwa i Shamiri.

3 Nyuma ye haza Yayiri w'Umugilihadi, aba umucamanza muri Israheli mu gihe cy'imyaka makumyabiri n'ibiri.

4 Yari afite abahungu mirongo itatu bagendaga ku ndogobe, kandi bari bafite imigi mirongo itatu mu gihugu cya Gilihadi, na n'ubu iracyitwa ingando za Yayiri.

5 Yayiri arapfa maze ahambwa i Kamoni.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Abahamoni batera Israheli

6Abayisraheli bongera gukora ibidatunganiye Uhoraho. Bayoboka za Behali na za Ashitaroti, bayoboka n'imana z'Abaramu, iz'i Sidoni, iz'i Mowabu, iz'Abahamoni n'iz' Abafilisiti. Birengagiza Uhoraho, ntibongera kumuyoboka ukundi.

7Nuko uburakari bw'Uhoraho bugurumanira Israheli, ni ko kubagabiza Abafilisiti n'Abahamoni.

8Uwo mwaka bigabanya Israheli, maze mu gihe cy'imyaka cumi n'umunani bamerera nabi Abayisraheli bose bari hakurya ya Yorudani, mu gihugu cy'Abahemori, muri Gilihadi.

9Abahamoni bambuka Yorudani kugira ngo batere Yuda, Benyamini n'inzu ya Efurayimu, maze Israheli irushaho kugira akaga kenshi.

10Nuko Abayisraheli batakambira Uhoraho, bavuga bati «Twagucumuyeho, kuko twirengagije Imana yacu, tukayoboka za Behali.»

11Uhoraho abwira Abayisraheli, ati «Ubwo Abanyamisiri, Abahemori, Abahamoni, Abafilisiti,

12Abasidoni, Amaleki na Madiyani bari babamereye nabi mukantakambira, sinabakijije se ibiganza byabo?

13Ariko mwebwe mwaranyirengagije, maze muyoboka izindi mana. Ni yo mpamvu ntazongera kubakiza.

14Ngaho nimugende! Mutakambire imana mwahisemo; maze zijye zibatabara igihe muri mu kaga!»

15Abayisraheli binginga Uhoraho, bavuga bati «Twaracumuye muri byose, utugenze uko ubyishakiye; ariko uyu munsi wongere udukize!»

16Baherako bitandukanya n'imana z'abanyamahanga, maze bayoboka Uhoraho utakwihanganira amakuba ya Israheli.

17Bukeye, Abahamoni barakorana baca ingando i Gilihadi. Abayisraheli na bo barakorana, maze baca ingando i Misipa.

18Rubanda n'abatware bari i Gilihadi barabazanya bati «Ni nde mugabo muri mwe uzashoza intambara, akarwanya Abahamoni? Uwo ni we uzaba umutware w'abatuye Gilihadi bose.

## Abacamanza 11

### Yefute aba umutware w'Abagilihadi

1Yefute w'Umugilihadi yari umurwanyi w'intwari. Ise Gilihadi yari yaramubyaranye n'umugore w'ihabara.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2Naho umugore wa Gilihadi, na we babyaranye abana b'abahungu; igihe rero abo bana bamaze kuba bakuru, bamenesha Yefute bamubwira bati «Nta murage na busa uteze mu nzu ya data, kuko uri umwana w'undi mugore.»

3Yefute ahungira kure abavandimwe be atura mu gihugu cya Tobi. Abantu b'imburamukoro bifatanya na Yefute, maze bakajya bagaba ibitero hamwe na we.

4Nuko ngo hashire igihe gito, Abahamoni batera Israheli.

5Abakuru ba Gilihadi ni ko kujya gushaka Yefute mu gihugu cya Tobi, kubera ko Abahamoni bateye Israheli.

6Baramubwira bati «Ngwino utubere umugaba, tubashe kurwana n'Abahamoni.»

7Yefute asubiza abakuru ba Gilihadi, ati «Si mwebwe mwanyanze, kandi mukanyirukana kwa data? Ni mpamvu ki noneho mungarukiye, mubonye muri mu kaga?»

8Abakuru ba Gilihadi babwira Yefute, bati «Niba noneho tukugarukiye, ni ukugira ngo uze muri twe maze urwanye Abahamoni, kandi ngo utubere umutware, utegeke abatuye Gilihadi bose.»

9Yefute asubiza abakuru ba Gilihadi, ati «Niba mungarukiye kugira ngo ndwanye Abahamoni kandi n'Uhoraho akaramuka abangabije, ubwo ni jye uzaba umutware wanyu.»

10Abakuru ba Gilihadi baramusubiza bati «Uhoraho azadukiranura, nituramuka tutagenje uko wabivuze.»

11Yefute aherako ajyana n'abakuru ba Gilihadi, maze rubanda rumugira umutware n'umugaba warwo. Nuko Yefute asubira muri ya magambo yose imbere y'Uhoraho i Misipa.

## Ubutumwa Yefute yoherereje Abahamoni

12Bukeye, Yefute yohereza intumwa ku mwami w'Abahamoni kumubwira ziti «Turapfa iki cyatuma uza kunterera igihugu?»

13Umwami w'Abahamoni asubiza za ntumwa za Yefute, ati «Impamvu, ni uko igihe Israheli yazamukaga mu Misiri, yanyaze igihugu cyanjye uhereye kuri Arunoni, ukageza kuri Yaboki no kuri Yorudani. None rero, ungarurire igihugu cyanjye ku neza!»

14Yefute yongera kohereza intumwa ku mwami w'Abahamoni,

15kumubwira ziti «Yefute avuze atya: Abayisraheli ntibigeze banyaga igihugu cya Mowabu cyangwa cy'Abahamoni.

16Kandi koko, ubwo Abayisraheli bazamukaga mu Misiri, banyuze mu butayu bagana ku Nyanja y'Urufunzo na Kadeshi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17Bahageze, Israheli ituma ku mwami wa Edomu, imubwira iti 'Turagusabye ngo ureke twambukire mu gihugu cyawe.' Ariko umwami wa Edomu abima amatwi. Israheli yongera gutuma no ku mwami wa Mowabu ntiyabyemera, nuko baguma i Kadeshi.

18Hanyuma bagenda mu butayu, bazenguruka igihugu cya Edomu, bagera mu burasirazuba bw'igihugu cya Mowabu. Baca ingando hakurya y'umugezi wa Arunoni ntibinjira mu gihugu cya Mowabu, kuko Arunoni ari yo mupaka wa Mowabu.

19Ni bwo Israheli itumye kuri Sihoni, umwami w'Abahemori wari utuye i Heshiboni, imubwira iti 'Turagusabye ngo ureke twambukire mu gihugu cyawe, kugira ngo tugere mu gihugu cyacu.'

20Ariko Sihoni ntiyizera Israheli, ayangira kwambukira mu gihugu cye; ahubwo akoranya abantu be bose baca ingando i Yahashi, nuko atera Israheli.

21Uhoraho, Imana ya Israheli, ibagabiza Sihoni n'ingabo ze, Israheli irabatsinda. Ubwo Israheli yigarurira icyo gihugu cy'Abahemori.

22Abayisraheli bagumana batyo icyo gihugu cy'Abahemori, uhereye kuri Arunoni ukageza kuri Yaboki, ugahera kandi ku butayu ukageza kuri Yorudani.

23None rero, ibyo Uhoraho, Imana ya Israheli yanyaze Abahemori mu maso y'umuryango wayo Israheli, wowe urashaka kubibambura?

24Wowe se ntutunze ibyo Kamoshi, imana yawe yaguhaye? None se, ibyo Uhoraho, Imana yacu yaduhaye, ni mpamvu ki twe tutabitunga?

25Noneho se, uribwira ko waba uruta Balaki mwene Sipori, umwami wa Mowabu? Hari ubwo se yigeze yendereza Israheli, ashaka kuyirwanya?

26Dore ubu hashize imyaka magana atatu, Abayisraheli batuye i Heshiboni n'i Aroweri no mu mugi byegeranye, ndetse no mu migi yose iri ku nkombe ya Arunoni. Ni mpamvu ki utabanyaze icyo gihugu muri icyo gihe cyose?

27Ku bwanjye ndabona ntaragucumuyeho, ahubwo ari wowe ungirira nabi, ukandwanya. Uhoraho ni we mucamanza, akiranure Abayisraheli n'Abahamoni.»

28Ariko umwami w'Abahamoni ntiyita ku butumwa Yefute yamutumyeho.

### Isezerano rya Yefute

29Umwuka w'Uhoraho uza kuri Yefute. Nuko Yefute anyura mu karere ka Gilihadi no mu ntara ya Manase, hanyuma ajya i Misipa muri Gilihadi, ahavuye agera ku mupaka w'igihugu cy'Abahamoni.

30Yefute asezeranira Uhoraho, agira ati «Nuramuka ungabije Abahamoni,

31nzaguturaho igitambo gitwikwa umuntu uwo ari we wese uzasohoka bwa mbere mu nzu yanjye aje kunsanganira, ubwo nzaba ntabarutse amahoro maze gutsinda


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Abahamoni.»

32 Yefute atambuka umupaka w'Abahamoni kugira ngo abarwanye, maze Uhoraho arabamugabiza.

33 Arabatsemba uhereye Aroweri ukageza ahagana i Miniti, yigarurira imigi makumyabiri yari muri ako karere, kugeza i Yabeli-Keramimu. Yabishemo abantu benshi; nuko Abayisraheli bacogoza batyo Abahamoni.

34 Ubwo Yefute yari atabarutse atashye iwe i Misipa, umukobwa we aba arasohotse, aza abyina avuza n'ingoma aje kumusanganira. Uwo mukobwa kandi yari ikinege: nta kandi gakobwa cyangwa agahungu Yefute yagiraga.

35 Akimurabukwa, Yefute ashishimura imyambaro ye, maze aravuga ati «Ayiwe! Mwana wanjye, utumye niheba bikabije; uri mu binkururiye amakuba; nanjye kandi nabisezeraniye Uhoraho nkaba ntashobora kwivuguruza.»

36 Umukobwa we aramusubiza ati «Dawe, niba warabisezeraniye Uhoraho, ngenza uko wabivuze, kuko Uhoraho yahoye abanzi bawe b'Abahamoni.»

37 Arongera abwira se, ati «Icyo ngusabye ucyinyemerere: ngusabye amezi abiri gusa kugira ngo njyane na bagenzi banjye kubuyera mu misozi no kuririra ubusugi bwanjye.»

38 Aramusubiza ati «Ngaho genda»; aramureka ngo agende amare amezi abiri. Nuko uwo mukobwa na bagenzi be baragenda bajya mu misozi, aririra ubusugi bwe.

39 Nyuma y'amezi abiri agaruka kwa se, maze se amuturaho igitambo gitwikwa nk'uko yari yarabisezeranye. Kubera ko yapfuye ari isugi, ibyo byahise biba umugenzo muri Israheli,

40 ko, uko umwaka utashye, abakobwa ba Israheli bagira iminsi ine mu mwaka yo kujya kurira bibuka umukobwa wa Yefute w'Umugilihadi.

## Abacamanza 12

### Yefute ashyamirana n'Abefurayimu

1 Abefurayimu barakorana, bambuka Yorudani, bagana i Safoni. Babwira Yefute, bati «Kuki wambutse umupaka w'Abahamoni, ukajya kubarwanya utadutabaje ? Tuzagutwikira mu nzu yawe!»

2 Yefute arabasubiza ati «Jye n'abantu banjye twari dushyamiranye bikomeye n'Abahamoni. Igihe mbatabaje, ntimwabangobotora.

3 Mbonye ko mutankijije, nemera guhara amagara yanjye nambuka umupaka w'Abahamoni; nuko Uhoraho arabangabiza. Ni mpamvu ki rero uyu munsi mwampagurukiye, kugira ngo mundwanye?»

4 Hanyuma Yefute akoranya ingabo zose za Gilihadi arwanya Efurayimu; abantu b'i

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Gilihadi bica Abefurayimu, kuko bari bavuze bati «Mwebwe Abagilihadi, kera mwahoze muri ab' Efurayimu, none ubu mwahungiye hagati mu Bamanase.»

5Hanyuma Abagilihadi bigarurira ibyambu bya Yorudani bigana i Efurayimu. Nuko igihe umwe mu bacitse ku icumu ba Efurayimu avuze ati «Nimureke nambuke», Abagilihadi bakamubaza bati «Uri Umwefurayimu?» Iyo yasubizaga ati «Oya»,

6baramubwiraga bati «Ngaho vuga ijambo Shiboleti.» Undi akavuga ati «Siboleti», kuko atashoboraga kurivuga neza. Nuko uwo bakamufata, bakamwicira aho hafi y'ibyambu bya Yorudani. Icyo gihe hagwa abantu ibihumbi mirongo ine na bibiri mu bantu b'i Efurayimu.

7Yefute aba umucamanza muri Israheli mu gihe cy'imyaka itandatu, hanyuma Yefute w'Umugilihadi arapfa, maze ashyingurwa mu mugi we wo muri Gilihadi.

### Ibusani, Eloni na Abudoni

8Nyuma ya Yefute haza Ibusani w'i Betelehemu, aba umucamanza muri Israheli.

9Yari afite abahungu mirongo itatu n'abakobwa mirongo itatu. Abo bakobwa abashyingira mu yindi miryango, maze abahungu be na bo abashakira abagore mu yindi miryango. Yabaye umucamanza muri Israheli mu gihe cy'imyaka irindwi.

10Ibusani arapfa, ashyingurwa i Betelehemu.

11Nyuma ya Ibusani, haza Eloni wo mu muryango wa Zabuloni, aba umucamanza muri Israheli mu gihe cy'imyaka cumi.

12Eloni wo mu muryango wa Zabuloni arapfa, ashyingurwa i Eloni mu gihugu cya Zabuloni.

13Nyuma ya Eloni, haza Abudoni mwene Hileli w'i Pireyatoni, aba umucamanza muri Israheli.

14Yari afite abahungu mirongo ine n'abakobwa mirongo itatu, bagenderaga ku ndogobe mirongo irindwi. Yabaye umucamanza muri Israheli mu gihe cy'imyaka umunani.

15Nuko Abudoni mwene Hileli w'i Pireyatoni arapfa, ashyingurwa i Pireyatoni mu gihugu cya Efurayimu, ku musozi w'Abamaleki.

## Abacamanza 13

### Ivuka rya Samusoni

1Abayisraheli bongera gukora ibidatunganiye Uhoraho, nuko Uhoraho abagabiza Abafilisiti mu gihe cy'imyaka mirongo ine.

2Mu karere ka Soreya hakaba umugabo wo mu muryango wa Dani, akitwa Manowa. Umugore we yari ingumba, nta kana yari yarigeze.


© 2012, Bible Society of Rwanda.

3Umumalayika w'Uhoraho abonekera uwo mugore maze aramubwira ati «Nzi neza
ko uri ingumba ukaba utarigeze akana, ariko noneho ugiye gusama, ukazabyara
umuhungu.

4Guhera ubu, wirinde kunywa divayi cyangwa n'ikindi kinyobwa gisindisha, kandi
ntuzarye ikiribwa icyo ari cyo cyose cyahumanye,

5kuko ugiye gusama inda maze ukabyara umuhungu. Urwembe ntiruzamugere ku
mutwe, kuko uwo muhungu azegurirwa Imana akiri mu nda ya nyina, kandi akaba
ari we uzatangira kugobotora Israheli mu biganza by'Abafilisiti.»

6Umugore arataha, abwira umugabo we, ati «Umuntu w'Imana yansanze aho nari
ndi, nabonaga asa n'Umumalayika w'Imana, n'ubwo kumureba byari biteye ubwoba.
Sinamubajije uwo ari we, kandi na we ntiyampishuriye izina rye.

7Yambwiye ati 'Dore ugiye gusama, ukazabyara umuhungu. Guhera ubu, ntukanywe
divayi cyangwa n'ikindi kinyobwa gisindisha; ntukarye kandi ikiribwa icyo ari cyo
cyose cyahumanye, kuko uwo muhungu azegurirwa Imana kuva akiri mu nda ya
nyina kugeza igihe azapfira.'»

8Nuko Manowa yambaza Uhoraho, agira ati «Nyagasani, ngusabye ko umuntu
w'Imana wohereje yakongera akagaruka, kugira ngo atwigishe icyo tugomba
gukorera uwo mwana, igihe azaba amaze kuvuka.»

9Imana yumva ijwi rya Manowa, maze Umumalayika w'Imana yongera gusanga wa
mugore aho yari yicaye mu murima, ariko Manowa, umugabo we ntiyari ahari.

10Ako kanya umugore ariruka, ajya kubimenyesha umugabo we, agira ati «Dore wa
muntu wigeze kunsanga, yongeye kumbonekera.»

11Manowa arahaguruka akurikira umugore we, asanga wa muntu maze aramubaza
ati «Mbese ni wowe wa muntu wigeze kuvugisha uyu mugore?» Undi aramusubiza
ati «Ni jyewe rwose.»

12Manowa aramubaza ati «Ubwo ijambo ryawe rizaba ryujujwe, mbese ni irihe
tegeko rizagenga uwo mwana w'umuhungu? Tuzamugenzereze dute?»

13Umumalayika w'Uhoraho asubiza Manowa agira ati «Ibyo nabujije uyu mugore
byose, agomba kubyirinda:

14nta kinyobwa icyo ari cyo cyose giturutse ku mbuto y'umuzabibu agomba kunywa:
ntazanywa divayi cyangwa n'ikindi kinyobwa gisindisha; ntazarya ikiribwa icyo ari
cyo cyose gihumanye, kandi agomba kubahiriza ibyo namubwiye byose.»

15Manowa abwira Umumalayika w'Uhoraho, ati «Twemerere ko tukwakira, maze
tuguteguririre umwana w'ihene.»

16Umumalayika w'Uhoraho asubiza Manowa, ati «Naho wanyakira, sinarya ku

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mugati wawe, ariko kandi niba ushaka gutura igitambo gitwikwa, ugiture Uhoraho.» — Ni koko kandi, Manowa ntiyari azi ko ari Umumalayika w'Uhoraho —.

17Manowa abaza Umumalayika w'Uhoraho, ati «Witwa nde, kugira ngo ibyo wavuze nibirangira tuzashobore kuguha icyubahiro?»

18Umumalayika w'Uhoraho aramusubiza ati «Ni mpamvu ki umbaza izina ryanjye? Ni ibanga.»

19Manowa afata umwana w'ihene n'andi maturo, abishyira hejuru y'urutare maze abitura Uhoraho Nyir'ibanga.

20Nuko, ubwo ikirimi cy'umuriro cyazamukaga ku rutambiro cyerekeza ku ijuru, Umumalayika w'Uhoraho azamuka muri icyo kirimi cy'umuriro cyo ku rutambiro. Manowa n'umugore we babibonye, bikubita hasi bubamye ku butaka.

21Umumalayika w'Uhoraho ntiyongera ukundi kubonekera Manowa n'umugore we, nyamara Manowa amenya ko yari Umumalayika w'Uhoraho.

22Manowa abwira umugore we, ati «Tugiye gupfa nta kabuza, kuko twabonye Imana.»

23Ariko umugore we aramusubiza ati «Iyaba Imana yashakaga kutwica, ntiyajyaga kwakira igitambo gitwikwa n'andi maturo twayituye; ntiyajyaga kutwereka biriya byose kandi ntiba yaduhaye n'ariya mabwiriza twumvise mu kanya.»

24Nuko uwo mugore abyara umuhungu, maze amwita Samusoni. Umuhungu arakura kandi Uhoraho amuha umugisha.

25Samusoni yari i Mahane-Dani hagati ya Soreya na Eshitayoli, igihe umwuka w'Uhoraho utangiye kumukoresha ubwa mbere.

## Abacamanza 14

### Samusoni arongora umukobwa w'Umufilisiti

1Umunsi umwe, Samusoni aramanuka ajya i Timuna, abenguka umukobwa wo mu Bafilisiti.

2Nuko atashye, abibwira se na nyina, ati «I Timuna, nahabengutse umukobwa wo mu Bafilisiti. None nimujye kumunsabira, ambere umugore.»

3Ababyeyi be baramusubiza bati «Wabuze umugore mu bakobwa ba bene wanyu no mu muryango wacu, kugira ngo ube wajya gushaka umugore muri ziriya ntagenywe z'Abafilisiti?» Ariko Samusoni asubiza se, ati «Umunsabire, kuko ari we wanguye ku mutima.»

4Ubwo ababyeyi be ntibari bazi ko ibyo byaturutse kuri Uhoraho, kuko yashakaga uburyo bwo kwiyenza ku Bafilisiti bari barigaruriye Israheli muri icyo gihe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5 Samusoni aramanuka ajya i Timuna. Ageze ku mizabibu y'i Timuna, ahura n'icyana cy'intare kiza kimutontomera.

6 Umwuka w'Uhoraho umwinjiramo; ako kanya Samusoni utari ufite intwaro mu ntoki, ashwanyuza ya ntare, ayitanyuramo ibisate bibiri nk'uko batanyura umwana w'ihene, ariko ntiyabwira ababyeyi be ibyo yakoze.

7 Hanyuma amanuka ajya i Timuna, aganira n'uwo mukobwa maze yumva aranyuzwe.

8 Nyuma y'iminsi mike, Samusoni asubira i Timuna, agiye kuzana umugore we. Ageze mu nzira, abanza kunyura ha handi, ngo arebe intumbi ya ya ntare: asanga mu gikanka cyayo harimo irumbo ry'inzuki n'ubuki.

9 Ahakuramo ubuki mu kiganza, agenda aburya inzira yose. Ageze iwabo ahaho ababyeyi be na bo bararya, ariko ntiyababwira ko ubwo buki yabuhakuye mu gikanka cya ya ntare.

### Samusoni asakuza n'Abafilisiti

10 Hanyuma se aramanuka ajya iw'umukazana we, nuko Samusoni ahakorera ibirori by'ubukwe nk'uko abasore bose babigenzaga.

11 Abafilisiti bakimara kumubona, bitoranyamo abasore mirongo itatu bo kugumana na we.

12 Samusoni arababwira ati «Ngiye kubaha igisakuzo. Nimuramuka mucyishe muri iyi minsi irindwi y'ubukwe, mukabona icyo gisobanura, nzabaha amakanzu mirongo itatu n'imyambaro mirongo itatu yo guhinduranya.

13 Ariko nimuramuka mutacyishe, ni mwebwe muzampa amakanzu mirongo itatu n'imyambaro mirongo itatu yo guhinduranya.» Nuko baramusubiza bati «Tubwire igisakuzo cyawe, turakumva.»

14 Samusoni araterura ati «Mu kiryana havuyemo ikiribwa, naho mu kinyamakare havamo ikiryohereye.» Mu minsi itatu yose, abo basore bari batarashobora kubona igisobanuro cy'icyo gisakuzo.

15 Nuko ku munsi wa kane babwira muka Samusoni, bati «Shukashuka umugabo wawe kugira ngo adusobanurire iki gisakuzo; niba wanze turagutwika hamwe n'inzu ya so. Mwaba se mwaradutumiriye kutwambura?»

16 Muka Samusoni ajya kumuganyira, agira ati «Uranyanga gusa nta kindi; nta bwo unkunda. Cya gisakuzo wasakuje abasore bo mu muryango wanjye, nta bwo wambwiye icyo gisobanura.» Samusoni aramusubiza ati «Nta n'ubwo nigeze ngisobanurira ababyeyi banjye, none ni wowe nagisobanurira!»

17 Umugore we akomeza kumuganyira mu minsi irindwi yose ibirori by'ubukwe byamaze. Ku munsi wa karindwi, Samusoni amusobanurira cya gisakuzo, kuko yari

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

amaze kumurembya; maze umugore ajya kubwira ba basore bo mu muryango we icyo cya gisakuzo gisobanura.

18 Nuko ku munsi wa karindwi, mbere yuko izuba rirenga, abatuye umugi babwira Samusoni, bati «Ni iki cyaryohera kuruta ubuki, ni iki kandi cyagira amakare kuruta intare?» Samusoni arabasubiza ati «Iyo mutajya guhingisha inyana yanjye , ntimwari gushobora kwica igisakuzo cyanjye.»

19 Nuko umwuka w'Uhoraho winjira muri Samusoni, aramanuka ajya i Ashikeloni yica abantu mirongo itatu mu baturage b'aho, abacuza imyambaro maze ayiha abari basobanuye cya gisakuzo. Uko yakarakaye yisubirira kwa se.

20 Naho umugore we, bamushyingira umuhungu w'incuti ya Samusoni, wari waramuherekeje aguma iruhande rwe muri iyo minsi yose y'ibirori.

## Abacamanza 15

### Samusoni yihorera

1 Hashize iminsi mike, mu gihe cy'isarura ry'ingano, Samusoni ajya gusura umugore we, ajyana umwana w'ihene, maze aravuga ati «Ndashaka kwinjira iw'umugore wanjye, mu cyumba aryamamo.» Ariko sebukwe amubuza kwinjira,

2 ahubwo abwira Samusoni, ati «Mu by'ukuri, nibwiye ko wagiriye umugore wawe inzika, maze mushyingira umuhungu w'incuti yawe. Ariko se, murumuna we w'umuhererezi ntiyagushobokera kuruta mukuru we? Noneho rero, mujyane umushyire mu cyimbo cya mukuru we!»

3 Samusoni aramusubiza ati «Ubu noneho ni nde uzandenganyiriza ikibi ngiye gukorera Abafilisiti?»

4 Samusoni aragenda, afata ingunzu magana atatu, ashaka amafumba, maze ingunzu ebyiri akazihambiranya imirizo, agashyira ifumba hagati y'iyo mirizo yombi.

5 Hanyuma akongeza ya mafumba, maze ingunzu azirekurira mu mirima y'ingano y'Abafilisiti, atwika imiba y'ingano ndetse n'izitarageswa, atwika imizabibu n'imizeti.

6 Abafilisiti barabaza bati «Ni nde wakoze ibi?» Barabasubiza bati «Ni Samusoni, umukwe w'umugabo w'i Timuna, akaba yabikoreye ko uwo mugabo yamunyaze umugore we, maze akamushyingira umuhungu w'incuti ye.» Abafilisiti baherako barazamuka, wa mugore bamutwikana na se.

7 Samusoni arababwira ati «Ubwo mubigenje mutyo, nzaruhuka ari uko maze kwihorera.»

8 Nuko arabatera, maze abicamo benshi cyane, hanyuma arazamuka ajya kwibera mu buvumo bwari mu rutare i Etamu.

### Samusoni n'urwasaya rw'indogobe

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9 Abafilisiti barazamuka baca ingando muri Yuda, badendeza mu karere ka Lehi.

10 Bene Yuda barababaza bati «Ni mpamvu ki muzamutse mukaza kudutera?» Abafilisiti barabasubiza bati «Twazamuwe no kuboha Samusoni, kugira ngo tumugenze uko yatugize.»

11 Nuko Bene Yuda ibihumbi bitatu baramanuka bajya ku buvumo bwari Etamu, babaza Samusoni, bati «Nta bwo uzi ko dutegekwa n'Abafilisiti? Ibyo wadukoreye ni ibiki?» Arabasubiza ati «Uko bangenjeje nanjye ni ko nabagize.»

12 Baramubwira bati «Tuzanywe no kukuboha, kugira ngo tukwegurire Abafilisiti.» Samusoni arababwira ati «Nimundahire ko mwebwe ubwanyu mutazanyica.»

13 Baramusubiza bati «Oya, turashaka gusa kukuboha maze tukakwegurira Abafilisiti, ariko nta bwo dushaka kukwica.» Nuko bamubohesha imigozi ibiri mishya, maze baramuzamukana bamukuye mu rutare.

14 Ngo bagere bugufi ya Lehi, Abafilisiti barabasanganira basakabaka, ariko umwuka w'Uhoraho umwinjiramo: imigozi yari imuboshye amaboko ihinduka nk'ubudodo bw'ihariri bushongeshejwe n'umuriro, ingoyi zibohora ku maboko ye.

15 Hanyuma arabukwa urwasaya rw'indogobe rukiri rubisi, arambura ukuboko ararufata, maze arwicisha abantu igihumbi.

16 Samusoni aravuga ati «Nafashe urwasaya rw'indogobe maze ndabarundanya; nicishije urwasaya rw'indogobe abantu igihumbi.»

17 Amaze kuvuga ibyo, rwa rwasaya arujugunya kure ye. Aho hantu ho bahise bahita Ramati-Lehi (ari byo kuvuga «umusozi w'urwasaya»).

18 Kubera ko Samusoni yari afite inyota, atakambira Uhoraho, agira ati «Ni wowe umugaragu wawe akesha uku gutsinda gukomeye. None ubu ngiye kwicwa n'inyota, maze ngwe mu biganza bya ziriya ntagenywe?»

19 Nuko Imana ifukura iriba i Lehi, maze havubukamo isoko. Samusoni ahera ko aranywa, agarura ubuyanja kandi yongera kugira n'imbaraga. Ni yo mpamvu iyo soko bayise Eyini-Kore (ari byo kuvuga «isoko y'uwatakambye»); na n'ubu iracyari aho i Lehi.

20 Samusoni amara imyaka makumyabiri ari umucamanza muri Israheli, mu gihe cy'Abafilisiti.

## Abacamanza 16

### Samusoni n'amarembo y'umugi wa Gaza

1 Samusoni ajya i Gaza, ahasanga umugore w'ihabara maze yinjira iwe.

2 Babimenyesha abaturage b'i Gaza, bati «Samusoni yaje hano.» Bahera ko bajagajaga

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

umugi, baramwubikira ijoro ryose ku marembo yawo. Iryo joro ryose bari batuje, bibwira bati «Dutegereze ko bucya maze tumwice.»

3 Ariko Samusoni ntiyakomeje kuryama, yagejeje mu gicuku arabyuka afata ibikingi by'amarembo, abirandurana n'inzugi zombi n'amapata yazo, abiterera ku bitugu maze arabijyana kugera ku mpinga y'umusozi uteganye na Heburoni.

### Dalila agambanira Samusoni

4 Nuko ibyo birangiye, Samusoni abenguka umugore witwa Dalila, wari utuye aherekera ku kibaya cya Soreki.

5 Abatware b'Abafilisiti barazamuka bajya kubonana n'uwo mugore, baramubwira bati «Umushukashuke maze umenye aho akomora ziriya mbaraga zidasanzwe, kandi umenye n'ukuntu twashobora kumufata tukamuboha, tukamucogoza; tuzaguha buri muntu muri twe amasikeli igihumbi n'ijana ya feza.»

6 Dalila abwira Samusoni, ati «Ndagusabye ngo umbwire aho izo mbaraga zawe zidasanzwe zikomoka, n'ukuntu wabohwa kugira ngo ucogore.»

7 Samusoni aramusubiza ati «Bamboheshеje injishi ndwi z'umuheto zikiri nshya kandi zitigeze zanikwa, nacogora maze nkamera nk'abandi bantu.»

8 Abatware b'Abafilisiti bazanira Dalila injishi ndwi zikiri nshya kandi zitigeze zanikwa, arazimubohesha.

9 Uwo mugore yari yahishe abantu mu cyumba cye, atera hejuru ati «Urapfuye Samusoni we, Abafilisiti baragufashe.» Nuko Samusoni acagagura za njishi nk'aho zabaye urudodo rushongeshejwe n'umuriro. Ariko ntibashobora guhishura aho akura imbaraga ze.

10 Dalila ni ko kubwira Samusoni, ati «Wansuzuguye kandi urambeshya. None rero, ndakwinginze ngo umpishurire ukuntu ushobora kubohwa.»

11 Samusoni aramusubiza ati «Bamboheshеje imigozi mishya itigeze gukoreshwa, nacogora maze nkamera nk'abandi bantu.»

12 Dalila afata imigozi mishya aramuboha, hanyuma atera hejuru ati «Urapfuye Samusoni we, Abafilisiti baragufashe.» Uwo mugore yari yahishe abantu mu cyumba cye, ariko Samusoni acagagura ya migozi yari imuboshye amaboko nk'aho yabaye urudodo.

13 Dalila abwira Samusoni, ati «Kugeza ubu waransuzuguye kandi urambeshya. Ndakwinginze ngo umpishurire rwose ukuntu ushobora kubohwa.» Samusoni aramusubiza ati «Ubohanyije amapfundo arindwi y'umusatsi wanjye, ukayazirika ku mushumi w'umwenda maze ukabifatisha urusokozo rw'umuboshyi w'imyenda, bityo nacogora nkamera nk'abandi bantu.»

14 Uwo mugore aramubikira, amaze gusinzira abohanya amapfundo arindwi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

y'umusatsi, ayazirika ku mushumi w'umwenda, abifatisha urusokozo maze atera hejuru ati «Urapfuye Samusoni we, Abafilisiti baragufashe.» Ahera ko arakanguka, ashikuza rwa rusokozo, amapfundo y'umusatsi n'umushumi w'umwenda.

15Dalila aramubwira ati «Ushobora kuvuga ute ngo 'Ndagukunda', kandi utanyizera? Dore ubu bibaye incuro eshatu zose umbeshya, kandi nturampishurira impamvu zituma imbaraga zawe zingana zityo.»

16Buri munsi Dalila agakomeza kumuhata, amusubirira mu magambo amwe, bigeze aho Samusoni arananirwa byo gupfa, ntiyaba agishoboye kwihangana.

17Nuko amuhishurira amabanga ye yose, agira ati «Nta rwembe rwigeze ku mutwe wanjye, kuko neguriwe Imana kuva nkiri mu nda ya mama. Iyo njya kogoshwa, imbaraga zanjye zajyaga kumvamo, maze ngacogora nkamera nk'abandi bantu.»

18Dalila abonye ko amuhishuriye amabanga ye yose, atuma ku Bafilisiti, ababwira ati «Noneho nimuzamuke, kuko yampishuriye amabanga ye yose.» Abatware b'Abafilisiti barazamuka baza iwe, bacigatiye za feza bari bamusezeranyije.

19Nuko Dalila abikirira Samusoni ku bibero bye, ahamagara umuntu yogosha amapfundo arindwi y'umusatsi we, maze atangira gucika intege n'imbaraga ze zimuvamo.

20Dalila aramubwira ati «Urapfuye Samusoni we, Abafilisiti baragufashe.» Samusoni akanguka yibwira ati «Birangendekera nk'uko bisanzwe, maze mbakire», ariko ntiyari azi ko Uhoraho yamwitaruye.

21Abafilisiti baramufata bamunogoramo amaso; baramumanukana n'i Gaza, bamubohesha imikwege y'umuringa maze bamushyira mu nzu y'imbohe, bamutegeka kujya asya ingano.

22Ariko bamaze kumwogosha, imisatsi yo ku mutwe we yongera kumera.

### Samusoni yihorera, maze na we agapfa

23Nuko abatware b'Abafilisiti barakorana kugira ngo bature ibitambo Dagoni, ikigirwamana cyabo, no kugira ngo bakore umunsi mukuru. Baravuga bati «Imana yacu yatweguriye Samusoni, umwanzi w'Abafilisiti.»

24Rubanda ngo barabukwe Samusoni, batera hejuru bashimira imana yabo, bagira bati «Imana yacu yatweguriye umwanzi wacu, uwarimburaga igihugu cyacu, akatwicira abantu batabarika.»

25Nuko kubera ko bari banezerewe, bakavuga bati «Nimuhamagare Samusoni, maze tumwishimeho.» Bajya gushaka Samusoni mu nzu y'imbohe, bamushyira imbere yabo kugira ngo bamwishimeho, hanyuma bamuhagarika hagati y'inkingi.

26Samusoni abwira umuhungu wari umurandase, ati «Nyobora maze umfatishe ku nkingi zishyigikiye iyi ngoro, kugira ngo nzishingikirizeho.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

27 Ubwo iyo ngoro yari yuzuye abagabo n'abagore; hakaba kandi n'abatware b'Abafilisiti, naho ahitaruye hejuru y'igisenge cy'ingoro, hari abagabo n'abagore bagera ku bihumbi bitatu bitegerezaga amashyengo ya Samusoni.

28 Samusoni yambaza Uhoraho, agira ati «Ndakwinginze, Nyagasani Mana, ngo unyibuke maze ungaruremo imbaraga aka kanya, Mana yanjye, kugira ngo nibura rimwe rizima, nihorere Abafilisiti kubera amaso yanjye.»

29 Nuko Samusoni ahera ko afata inkingi ebyiri zo hagati zari zishyigikiye ingoro, arazishingikiriza, imwe ayifatisha ukuboko kw'iburyo, indi ukw'ibumoso.

30 Samusoni atera hejuru, ati «Mpfane n'Abafilisiti!» Hanyuma izo nkingi azihirikisha imbaraga ze zose, ingoro iridukira ku batware b'Abafilisiti n'abari bayirimo bose. Abapfuye bahitanywe n'urupfu rwa Samusoni, baruta kure abo yari yarishe mu buzima bwe.

31 Abavandimwe be n'abo mu nzu ya se barazamuka baramutwara; bamushyingura hagati ya Soreya na Eshitayoli, mu mva ya se Manowa. Samusoni yabaye umucamanza muri Israheli mu gihe cy'imyaka makumyabiri.

## Abacamanza 17

### Mika yiyubakira isengero

1 Hariho umugabo wo mu karere k'imisozi y'i Efurayimu, akitwa Mikayahu.

2 Umunsi umwe abwira nyina, ati «Ya masikeli igihumbi n'ijana ya feza bagutwaye, bigatuma uvumana ndetse nanjye ubwanjye nkabyumva, ndayafite; ni jye wari wayatwaye! None rero ndayagusubiza.» Nyina aramusubiza ati «Uhoraho aguhe umugisha, mwana wanjye!»

3 Nuko Mikayahu asubiza nyina ya masikeli igihumbi n'ijana ya feza, ariko nyina aramubwira ati «Mu by'ukuri, izi feza nazeguriye Uhoraho kubera wowe, muhungu wanjye, kugira ngo uzikoreshemo imana n'ishusho ry'icyuma.»

4 Nyina aherako afatamo amasikeli magana abiri ya feza ayaha umucuzi. Umucuzi na we akora ikigirwamana n'ishusho ry'icyuma gishongeshejwe, abishyira mu nzu ya Mikayahu.

5 Nyamara uwo mugabo Mika, yari yariyubakiye isengero. Nuko akoresha uruhago rw'amabuye y'ubufindo n'utundi dushushanyo tweguriwe Imana, maze ashyiraho umwe mu bahungu be ngo amubere umuherezabitambo.

6 Muri iyo minsi, nta mwami wariho muri Israheli; buri muntu yakoraga icyo abona kimutunganiye.

7 Nyamara i Betelehemu ya Yuda, hakaba umusore w'Umulevi wabanaga n'abo mu muryango wa Yuda.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8Uwo musore ava i Betelehemu ya Yuda, ajya gushaka ahandi yakwibera. Ageze mu karere k'imisozi miremire y'i Efurayimu, ahingukira ku rugo rwa Mika.

9Mika aramubaza ati «Uraturuka he?» Undi aramusubiza ati «Ndi Umulevi w'i Betelehemu ya Yuda, ndajya gushaka aho nakwibera.»

10Nuko Mika aramubwira ati «Igumire hano iwanjye, maze umbere data n'umuherezabitambo. Nzajya nguha amasikeli cumi ya feza mu mwaka, nkugerekereho imyambaro n'ibyo uzarya.»

11Uwo Mulevi yemera kuguma iwe, nuko Mika akamufata nk'umwe mu bahungu be.

12Mika ashyiraho uwo musore w'Umulevi, ngo amubere umuherezabitambo, aguma atyo mu rugo rwe.

13Mika aribwira ati «Noneho ndahamya ko Uhoraho azankorera ibyiza, kuko uyu Mulevi abaye umuherezabitambo wanjye.»

## Abacamanza 18

### Abadani bahindura igihugu

1Muri iyo minsi, nta mwami wariho muri Israheli. Hagati aho, umuryango wa Dani washakaga igihugu waturamo, kuko kugeza icyo gihe bo nta cyo bagiraga, mu miryango yose ya Israheli.

2Abadani bafata abantu batanu b'intwari mu muryango wabo, babohereza mu karere ka Soreya na Eshitayoli kugira ngo bitegereze igihugu kandi bakimenye neza. Barababwira bati «Nimugende mumenye neza icyo gihugu.» Abo bantu batanu bagera mu karere k'imisozi miremire y'i Efurayimu, bahingukira ku rugo rwa Mika, baraharara.

3Nuko igihe bari bugufi y'urugo rwa Mika, bamenya ijwi ry'uwo musore w'Umulevi. Ngo bamugere iruhande, baramubaza bati «Ni nde wakuzanye hano? Urahakora iki? Ni iki cyatumye uhaguma?»

4Arabasubiza ati «Mika yankoreye ibintu byinshi: yananshyizeho ngo mubere umuherezabitambo.»

5Baramubwira bati «Nuko rero, baza Imana kugira ngo tumenye niba uru rugendo rwacu ruzaba ruhire.»

6Umuherezabitambo arabasubiza ati «Nimugende amahoro! Urugendo murimo rushyigikiwe n'Uhoraho!»

7Ba bantu batanu baragenda, bagera i Layishi. Basanga abaturage b'aho bibereye mu mutekano nk'Abasidoni, bari batuje kandi bizerana. Byongeye kandi, nta mwami n'umwe wateraga icyo gihugu, nta n'uwajyagayo kugira ngo abategeke. Abaturage b'i Layishi bari kure y'Abasidoni, ntawabategekaga.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8Ba bantu batanu baragaruka, basanga abavandimwe babo i Soreya n'i Eshitayoli, maze abavandimwe babo barababaza bati «Murabitekerezaho iki?»

9Barabasubiza bati «Duhaguruke! Tuzamuke tubatere, kuko igihugu twakibonye kandi kikaba ari cyiza cyane. Ariko kandi, dore mwibereye aho nta cyo mukora! Uwo mwete muke wanyu ntububuze kugenda ngo mwinjire muri icyo gihugu kandi ngo mucyigarurire.

10Nimukinjiramo, muzahasanga abantu bizerana. Igihugu kiragutse kandi Imana yakibeguriye. Ni ahantu hatabuze ikintu na kimwe mu byiza byo ku isi.»

11Nuko Abadani bagera ku bantu magana atandatu biteguye intambara, barahaguruka bava i Soreya n'i Eshitayoli.

12Barazamuka baca ingando i Kiriyati-Yeyarimu, muri Yuda. Ni yo mpamvu aho hantu hitwa Ingando ya Mahanedani kugeza na n'ubu. Ni ahagana mu burengerazuba bwa Kiriyati-Yeyarimu.

13Bavuye aho ngaho, banyura mu karere k'imisozi miremire y'i Efurayimu, maze bahingukira ku rugo rwa Mika.

14Ba bantu batanu bari baragiye gutata igihugu cya Layishi bafata ijambo, babwira abavandimwe babo, bati «Ese muzi ko muri uru rugo, harimo uruhago rw'amabuye y'ubufindo n'udushushanyo tweguriwe Imana, hakaba n'ikindi kigirwamana n'ishusho ry'icyuma gishongeshejwe? None rero, mumenye hakiri kare icyo muri bukore.»

15Nuko ba bantu batanu baca ku ruhande, binjira mu nzu ya wa musore w'Umulevi wari mu rugo rwa Mika, bamubaza amakuru ye,

16naho ba bantu magana atandatu bo mu muryango wa Dani bari bahagaze ku marembo, bose bitwaje intwaro z'intambara.

17Nuko ba bantu batanu bari baragiye gutata igihugu bazamuka mu nzu yo hejuru, barinjira maze bafata rya shusho ry'ikigirwamana, uruhago rw'amabuye y'ubufindo, udushushanyo tweguriwe Imana n'ishusho ry'icyuma cyashongeshejwe. Naho umuherezabitambo, yari ahagaze ku marembo hamwe na ba bantu magana atandatu bitwaje intwaro z'intambara.

18Abari binjiye mu rugo kwa Mika bari basahuye rya shusho ry'ikigirwamana, uruhago rw'amabuye y'ubufindo, udushushanyo tweguriwe Imana n'ishusho ry'icyuma gishongeshejwe. Umuherezabitambo ni ko kubabaza, ati «Murakora iki aho ngaho?»

19Baramusubiza bati «Ceceka, kandi ushyire urushyi ku munwa wawe, maze udukurikire, utubere umubyeyi n'umuherezabitambo. Kuri wowe ibyaba byiza ni ibihe: ari ukuba umuherezabitambo w'urugo rw'umuntu umwe, cyangwa


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

uw'umuryango wose wa Israheli?»

20Umuherezabitambo arabyishimira, aherako afata uruhago rw'amabuye y'ubufindo, udushushanyo tweguriwe Imana na rya shusho ry'ikigirwamana, maze ajyana n'iyo mbaga imushagaye.

21Abadani barahindukira, babanza abana, amatungo n'imitwaro imbere, maze baragenda.

22Bamaze kugera kure yo kwa Mika, ni bwo abaturage bari batuye mu ngo zegeranye n'urwo kwa Mika bakoraniye hamwe maze barabakurikira.

23Uko basakuzaga inyuma y'Abadani, na bo barahindukiraga bakabaza Mika, bati «Ni iki cyatumye ukoranya aba bantu?»

24Akabasubiza ati «Mwanyaze umuherezabitambo n'imana nari narikoreshereje, maze murigendera. Icyo nasigaranye se ni iki? None mutinyutse kumbaza ngo 'Mbaye iki?'»

25Abadani baramubwira bati «Ntitwongere kukumva! Cyangwa se abanyamujinya muri twe baguhitane, maze upfe n'abo mu rugo rwawe bose.»

26Abadani bikomereza inzira yabo, naho Mika abonye ko bamurusha imbaraga, arahindukira yisubirira iwe.

### Uko umugi wa Dani n'ingoro yawo byubatswe

27Abadani rero bamaze kunyaga ibyo kwa Mika n'umuherezabitambo we, bagera i Layishi muri ba baturage b'aho bari batuje kandi bizeranaga, maze babatsembesha inkota; naho umugi barawutwika.

28Ntihaboneka umuntu ushobora kuwurengera, kuko wari kure ya Sidoni kandi ntugire n'uwutegeka. Uwo mugi uri mu kibaya gihereranye na Betirehobu. Nuko bahiyubakira undi mugi, barahatura.

29Uwo mugi bawitirira Dani, izina rya sekuruza wabo, wabyawe na Israheli, ariko mbere uwo mugi witwaga Layishi.

30Nuko Abadani bashinga rya shusho ry'ikigirwamana; Yehonatani mwene Gerishomu, umwuzukuru wa Musa, aba umuherezabitambo w'umuryango wa Dani. Abahungu ba Yehonatani bakomeza uwo murimo kugeza igihe abaturage b'igihugu bajyanywe bunyago.

31Nuko bahashinga iryo shusho ry'ikigirwamana Mika yari yarakoresheje, kirahaba kugeza igihe cyose Ingoro y'Imana yamaze i Silo.

## Abacamanza 19

### Igicumuro cy'Ababenyamini b'i Gibeya


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1Nuko muri iyo minsi — nta mwami wariho muri Israheli —, Umulevi wari utuye mu karere k'inyuma y'imisozi miremire y'i Efurayimu, afata umugore w'inshoreke w'i Betelehemu ya Yuda.

2Uwo mugore aramuhemukira, hanyuma yahukanira kwa se i Betelehemu ya Yuda, ahamara amezi ane.

3Umugabo we ajya kumureba, kugira ngo amwurure kandi amucyure, ajyana n'umugaragu we n'indogobe ebyiri. Uwo mugore amwinjiza mu nzu kwa se, maze sebukwe amubonye aza kumusanganira yishimye cyane.

4Sebukwe amubuza gutaha, amara iwe iminsi itatu; barya, banywa kandi barara aho.

5Nuko ku munsi wa kane babyuka mu gitondo cya kare, Umulevi aritegura kugira ngo atahe, sebukwe aramubwira ati «Nimurye igisate cy'umugati musame agatima, hanyuma mubone gutaha!»

6Bombi baricara barasangira. Hanyuma se w'uwo mugore abwira umukwe we, ati «Ndakwinginze ngo wemere urare hano, maze umutima wawe urusheho kunezerwa!»

7Uwo mugabo yari yiteguye gutaha, ariko sebukwe akomeza kumwinginga kugeza ubwo abiretse, arara aho ngaho.

8Ku munsi wa gatanu abyuka mu gitondo cya kare kugira ngo atahe, ariko sebukwe aramubwira ati «Ndakwinginze ngo mubanze musamure, hanyuma muraba mugenda nimunsi», nuko barasangira.

9Nuko umugabo yitegura gutaha, we n'umugore we n'umugaragu we, sebukwe aramubwira ati «Dore umunsi urakuze, bugiye kwira; nimurare! Dore umunsi uciye ikibu, nimurare hano maze umutima wawe unezerwe! Ejo mu gitondo, usubire iwawe.»

10Ariko uwo mugabo yanga kurara. Arahaguruka aragenda, we n'umugore we n'indogobe ze ebyiri, bagera ahateganye na Yebuzi — ari yo Yeruzalemu.

11Igihe bageze bugufi ya Yebuzi, umunsi uba urakuze, umugaragu abwira shebuja, ati «Tugende duhagarare kuri uriya mugi w'Abayebuzi, maze tuharare!»

12Shebuja aramusubiza ati «Nta bwo twarara kuri uriya mugi w'abanyamahanga, na bo ubwabo batari Abayisraheli. Turakomeza kugera i Gibeya.

13Tugane kamwe muri turiya turere, turare i Gibeya cyangwa i Rama.»

14Barakomeza baragenda, izuba rirenga bageze hafi y'i Gibeya yo kwa Benyamini.

15Berekeza rero muri urwo ruhande, kugira ngo barare i Gibeya. Umulevi arinjira maze yicara ku karubanda, ariko ntihagira ubakira iwe ngo baharare.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16Nuko nimugoroba, haza umusaza wari utashye avuye mu mirima ye. Uwo musaza yari uwo mu karere k'imisozi miremire y'i Efurayimu, ariko yari atuye i Gibeya, n'ubwo abaturage b'ako karere bari Ababenyamini.

17Ngo yubure amaso, abona umugenzi wari aho ku karubanda, aramubaza ati «Urava he ukajya he?»

18Undi aramusubiza ati «Duturutse i Betelehemu, tukajya mu karere k'inyuma y'imisozi miremire y'i Efurayimu. Aho ni ho iwanjye. Nari nagiye i Betelehemu ya Yuda, none ngarutse iwanjye kandi nta muntu wigeze anyakira iwe.

19Nyamara dufite ubwatsi n'ibiryo by'indogobe zacu; nkagira n'imigati na divayi byanjye n'umuja wawe, ndetse n'uyu musore, umugaragu wawe, umperekeje; nta cyo rero tubuze.»

20Umusaza arasubiza ati «Murakaza neza! Ibyo ukeneye byose abe ari jye bibazwa, ariko nturare aha ku karubanda!»

21Abajyana iwe maze aha indogobe ibyo zirya. Abagenzi barakaraba, bararya kandi baranywa.

22Mu gihe bari bagifungura, haza abantu b'ibyihebe byo muri uwo mugi basakiza ya nzu, bahondagura bikabije ku rugi, babwira wa musaza nyir'urugo, bati «Garagaza uwo mugabo winjiye iwawe ngo turyamane.»

23Nyir'urugo arasohoka maze arababwira ati «Oya! Ndabinginze, bavandimwe, ngo mwoye kugira nabi! Mwikora iryo shyano ubwo uwo muntu yinjiye iwanjye!

24Dore umukobwa wanjye w'isugi, ngiye kumushyira ahagaragara, maze mumukoreshe icyo mushaka. Ariko ntimukore ishyano nk'iryo kuri uyu muntu!»

25Abo bantu banga kumwumva. Nuko uwo Mulevi afata umugore we, maze amubazanira hanze. Bamurengeraho, bamugirira nabi iryo joro ryose kugeza ko bucya, maze umuseke ukebye baramurekura.

26Ahagana mu gitondo, wa mugore araza agwa ku muryango w'inzu ya wa musaza aho umugabo we yari ari, akomeza kugaragurika kugeza ko bucya.

27Mu gitondo cya kare, umugabo we arabyuka, arakingura maze arasohoka ngo agende. Asanga umugore we aho agaragurika ku muryango, arambuye amaboko ku gitabo cy'inzu.

28Aramubwira ati «Haguruka tugende!» Ariko umugore ntiyagira icyo asubiza. Nuko wa Mulevi amuhekesha indogobe maze aragenda ajya iwe.

29Agezeyo, afata icyuma, yadukira umugore we, aramutemagura ingingo ku yindi, amucamo ibice cumi na bibiri, abyohereza mu gihugu cyose cya Israheli.

30Nuko ubonye ibyo wese akavuga ati «Nta na rimwe ibintu nk'ibi byigeze biba

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

cyangwa se biboneka, kuva aho Abayisraheli bazamukiye mu Misiri kugeza uyu munsi!» Umulevi yari yategetse abo bantu yohereje, ati «Mubwire mutya Abayisraheli: Hari ibintu nk'ibi byigeze kubaho, kuva aho Abayisraheli bazamukiye mu Misiri kugeza uyu munsi? Nimubitekerezeho, mubyige kandi mugire icyo mubivugaho!»

## Abacamanza 20

### Abayisraheli bahana Ababenyamini

1Abayisraheli basohokera icyarimwe, bakoranira imbere y'Uhoraho i Misipa. Bari baturutse imihanda yose, kuva i Dani kugera i Berisheba, no kuva mu gihugu cya Gilihadi.

2Abatware b'imbaga n'abakuru b'imiryango yose ya Israheli bahagarara imbere y'ikoraniro ry'Imana, bari abantu ibihumbi magana ane bashobora gutwara inkota.

3Ababenyamini bamenya ko Abayisraheli bazamutse i Misipa. Nuko Abayisraheli baravuga bati «Tubwire ukuntu icyo gicumuro cyaje.»

4Uwo Mulevi, umugabo wa wa mugore wari wishwe, arabasubiza ati «Jyewe n'umugore wanjye twari tugeze i Gibeya ya Benyamini, kugira ngo tuhacumbike.

5Abanyagibeya bantera nijoro basakiza inzu nari ndimo bashaka kunyica. Ni bwo bafashe umugore wanjye bamugirira nabi kugeza ko apfuye.

6Mfata umugore wanjye mutemamo ibice, maze mbyohereza mu gihugu cyose cya Israheli, kuko ubwo busambanyi n'ayo mahano byakorewe muri Israheli.

7None rero, Bayisraheli mwese, uko mukoraniye hano, nimubijyeho impaka, mwese mwemeze icyo mugomba gukora!»

8Nuko Abayisraheli bose bahagurukira icyarimwe, bavuga bati «Nta n'umwe muri twe usubira mu ihema rye, kandi nta n'umwe usubira mu rugo rwe.

9None rero, dore icyo tugiye gukorera Gibeya: tuzazamuka tuyitere tumaze gukora ubufindo;

10maze dufate abantu icumi ku ijana mu miryango yose ya Israheli, abantu ijana ku gihumbi, n'abantu igihumbi ku bihumbi cumi, bo gutwara impamba y'imbaga igiye gutera Gibeya ya Benyamini, kubera ayo mahano bakoreye muri Israheli.»

11Nuko Abayisraheli bose bakoranira hamwe, bitegura gutera uwo mugi.

12Imiryango ya Israheli yohereza abantu ku muryango wose wa Benyamini kubabwira bati «Icyo gicumuro cyabonetse muri mwe ni bwoko ki?

13Noneho rero, nimutange abo bantu b'ibyihebe bari i Gibeya tubice, maze duhanagure ikibi muri Israheli.» Nyamara Ababenyamini bima amatwi abavandimwe babo b'Abayisraheli.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14 Nuko Ababenyamini bava mu migi yabo, bakoranira i Gibeya kugira ngo bajye
kurwana n'Abayisraheli.

15 Uwo munsi, Ababenyamini bavuye mu migi yabo barabarurwa: bari abantu
ibihumbi makumyabiri na bitandatu bazi kurwanisha inkota, utabariyemo abaturage
b'i Gibeya bageraga ku bantu magana arindwi b'intwari.

16 Muri iyo mbaga yose, harimo abantu magana arindwi b'intwari batwarira imoso.
Buri muntu muri bo n'umuhumetso we, yashoboraga kurekura umuhumetso, ntabe
yahusha n'agasatsi atagahamije.

17 Abayisraheli na bo barabarurwa: bari abantu ibihumbi magana ane bazi
kurwanisha inkota kandi bamenyereye intambara, utabariyemo Ababenyamini.

18 Baragenda, bazamuka bajya i Beteli kugira ngo babaze Imana, bati «Ni nde muri
twe uzazamuka mbere gutera Ababenyamini, kugira ngo abarwanye?». Nuko
Uhoraho arabasubiza ati «Ni Yuda uzabanza gutera!»

19 Abayisraheli babyuka mu gitondo cya kare maze baca ingando hafi ya Gibeya.

20 Bukeye Abayisraheli barasohoka bajya ku rugamba kugira ngo barwanye
Ababenyamini, ahateganye na Gibeya.

21 Ababenyamini na bo basohoka i Gibeya, uwo munsi bica abantu ibihumbi
makumyabiri na bibiri mu Bayisraheli.

22 Imbaga y'Abayisraheli irongera irisuganya, bajya ku rugamba aho bari baruremeye
ku munsi wa mbere.

23 Abayisraheli ni ko kuzamuka, baganyira Uhoraho kugeza nimugoroba, nuko
babaza Uhoraho, bati «Twongere se turwane n'Ababenyamini, abavandimwe bacu?»
Uhoraho arabasubiza ati «Nimuzamuke mubatere!»

24 Ku munsi wa kabiri, Abayisraheli basatira Ababenyamini.

25 Kuri uwo munsi wa kabiri, Ababenyamini basohoka i Gibeya basakirana na bo,
maze bica na none abantu ibihumbi cumi n'umunani mu Bayisraheli, bose
barwanishaga inkota.

26 Imbaga yose y'abana b'Abayisraheli barazamuka bajya i Beteli, bahageze bicara
hasi baganyira Uhoraho, kandi uwo munsi basiba kurya kugeza nimugoroba, maze
batura ibitambo bitwikwa n'ibitambo by'ubuhoro, imbere y'Uhoraho.

27 Abayisraheli babaza Uhoraho — kandi koko muri iyo minsi, Ubushyinguro
bw'Isezerano ry'Imana bwari aho ngaho.

28 Pinehasi mwene Eleyazari, mwene Aroni, muri iyo minsi ni we wari ubushinzwe.
Nuko Pinehasi arabaza, ati «Nongere ndwane na bene Benyamini umuvandimwe
wanjye, cyangwa se mbyihorere?» Uhoraho arabasubiza ati «Muzamuke mubatere,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kuko ejo nzababagabiza.»

29Abayisraheli bahisha abantu impande zose za Gibeya.

30Ku munsi wa gatatu, Abayisraheli barazamuka batera Ababenyamini, baremera urugamba ahateganye na Gibeya nk'uko basanzwe babigenza.

31Ababenyamini barasohoka bajya kurwana n'iyo mbaga, bitarura umugi wabo, nuko batangira kwica abantu nk'uko babigenje mu bihe bishize. Mu Bayisraheli hagwa abantu bagera kuri mirongo itatu ku gasozi, biciwe ku muhanda ugana i Beteli no ku muhanda ugana i Gibeya.

32Nuko Ababenyamini barabwirana bati «Dore turabatsinze nk'uko byagenze ubushize!» Ariko Abayisraheli baribwiraga bati «Tugiye guhunga maze tubashuke bagere mu muhanda kure y'umugi.»

33Hanyuma Abayisraheli bava aho bari bari hose, baremera urugamba i Behali-Tamari, naho abari mu bwihisho babuvamo, bashinga ibirindiro mu burengerazuba bwa Geba.

34Abantu ibihumbi cumi b'intwari batoranyijwe muri Israheli yose bagera ahateganye na Gibeya; urugamba rurakomera, ariko Ababenyamini ntibari bazi ibyago bigiye kubagwirira.

35Uhoraho atsinda Ababenyamini mu maso ya Israheli, uwo munsi Abayisraheli bica abantu ibihumbi makumyabiri na bitanu n'ijana mu Babenyamini, kandi bose bazi kurwanisha inkota.

36Ubwo Ababenyamini babona ko batsinzwe. Abayisraheli barekeye urubuga Ababenyamini, kuko bizeraga abantu babo bari mu bwihisho mu mpande zose z'umugi wa Gibeya.

37Abo bari bihishe bihutira kujya mu mugi wa Gibeya, barimbura umugi kandi bamarira ku nkota abawutuye bose.

38Ariko Abayisraheli bakaba bari bumvikanye n'abantu babo bari mu bwihisho ko umwotsi nutumbagira hejuru y'umugi, ubabera ikimenyetso.

39Nuko bawubonye, ako kanya Abayisraheli bahita babahindukirana, barabarwanya. Ni bwo Ababenyamini batangiye kubicamo, hagwa abantu bagera kuri mirongo itatu mu Bayisraheli. Ababenyamini baribwira bati «Dore turabatsinze koko, nko ku rugamba ruheruka!»

40Ariko cya kimenyetso cy'umwotsi cyari cyatangiye kuzamuka mu mugi, maze Ababenyamini ngo bahindukire babona umugi wose uragurumana, umwotsi utumbagira mu kirere.

41Abayisraheli rero bari babakurikiranye, maze Ababenyamini bagira ubwoba kuko babonaga ko ibyago bibagwiririye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

42Ababenyamini bahunga Abayisraheli berekeza mu butayu, ariko bari batangatanzwe n'abari babakurikiranye n'abari baturutse mu mugi, maze bicwa umugenda.

43Abayisraheli basatira Ababenyamini, barabakurikirana ubutaruhuka babaribata inzira yose kugera mu burasirazuba bwa Gibeya.

44Nuko hapfa abantu ibihumbi cumi n'umunani mu Babenyamini, bose b'intwari.

45Abandi Babenyamini bahungiye mu butayu, ahagana ku rutare rw'i Rimoni. Ibihumbi bitanu muri bo bagwa mu mayira, abasigaye barabakurikirana kugera i Gidewomu, maze babicamo n'abandi ibihumbi bibiri.

46Ababenyamini bapfuye uwo munsi bagera ku bihumbi makumyabiri na bitanu, kandi bose bazi kurwanisha inkota, bakaba n'intwari.

47Abandi magana atandatu barahindukira bahungira mu butayu, ahagana ku rutare rw'i Rimoni, bibera aho ku rutare rw'i Rimoni mu gihe cy'amezi ane.

48Abayisraheli baragaruka birara mu Babenyamini bari basigaye, bakava mu mugi bajya mu wundi, babamarira ku nkota kimwe n'amatungo, barimbura n'ibindi byari bihari byose. Byongeye kandi, batwikaga n'imigi yose banyuragamo.

## Abacamanza 21

### Umuryango wa Benyamini wongera gukomera

1Abayisraheli ubwo bari bakoraniye i Misipa bararahiye, bati «Nta n'umwe muri twe uzigera ashyingira umukobwa we ku Mubenyamini.»

2Imbaga yose iza i Beteli, maze bicara aho ngaho kugeza nimugoroba imbere y'Uhoraho. Nuko batera hejuru maze basesa amarira menshi.

3Baravuga bati «Uhoraho, Mana ya Israheli, mbese ubu ni iki cyatuma Israheli yabura umwe mu miryango yayo?»

4Bukeye, babyuka mu gitondo cya kare, bahubaka urutambiro, batura ibitambo bitwikwa n'ibitambo by'ubuhoro.

5Abayisraheli baravuga bati «Mu miryango yose ya Israheli ni uwuhe utazamutse ngo ujye mu ikoraniro imbere y'Uhoraho?» Koko kandi, bari baragize indahiro ikomeye ku muntu wese utazazamuka ngo asange Uhoraho i Misipa, bagira bati «Azicwa nta kabuza!»

6Abayisraheli bagirira impuhwe abavandimwe babo b'Ababenyamini, baravuga bati «Uyu munsi, umwe mu miryango ya Israheli uyicitseho.

7Tuzakora iki ngo tubonere abagore ababo basigaye, kandi twararahiye Uhoraho ko tutazabashyingira abakobwa bacu?»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8Nuko baravuga bati «Hari umuntu mu miryango ya Israheli waba atarazamutse ngo
asange Uhoraho i Misipa?» Basanga nta muntu n'umwe w'i Yabeshi ya Gilihadi
wigeze aza aho bari bakoraniye mu ngando.

9Barangije kubarura imbaga yose, basanga nta muntu n'umwe mu baturage b'i
Yabeshi ya Gilihadi wari uhari.

10Ikoraniro ryohereza abantu ibihumbi cumi na bibiri batoranyijwe mu ngabo,
barabategeka bati «Nimugende, abaturage bose b'i Yabeshi ya Gilihadi mubarimbuze
inkota, mubicane n'abagore n'abana!

11Dore icyo mugomba gukora: muzice umugabo wese, cyangwa umugore wigeze
kuryamana n'umugabo, ariko muzasigaze abakobwa b'amasugi.» Nuko babigenza
batyo.

12Mu baturage b'i Yabeshi ya Gilihadi haboneka abakobwa b'amasugi magana ane
batigeze baryamana n'umugabo, maze babazana mu ngando i Silo mu gihugu cya
Kanahani.

13Nuko ikoraniro ryose ryohereza intumwa ku Babenyamini bari ku rutare rw'i
Rimoni, barabahumuriza.

14Ababenyamini baherako barahindukira, maze babashyingira abagore muri abo
bari barokotse i Yabeshi ya Gilihadi, ariko ntihaboneka ababakwiriye bose.

15Imbaga yose igirira impuhwe Ababenyamini, kuko Uhoraho yari yaciye icyuho mu
miryango ya Israheli.

16Nuko abakuru b'ikoraniro baravuga bati «Twakora iki kugira ngo n'abasigaye
babone abagore, kubera ko abagore bo muri Benyamini barimbuwe?

17Mbese Benyamini izagira ite abasigaye, kugira ngo umuryango umwe
utazasibangana muri Israheli?

18Natwe ubwacu kandi, ntidushobora kubashyingira abakobwa bacu.» Kandi koko,
Abayisraheli bari bararahiye, bagira bati «Avumwe, umuntu wese uzashyingira kwa
Benyamini.»

19Ariko baza kwibuka bati «Turenda kujya mu munsi mukuru w'Uhoraho ubera buri
mwaka i Silo, mu karere k'amajyaruguru ya Beteli, mu burasirazuba bw'umuhanda
uva i Beteli ugana i Sikemu, no mu majyepfo ya Lebona.»

20Hanyuma bategeka Ababenyamini, bati «Mugende mwihishe mu mizabibu!

21Mwitegereze kugeza ubwo abakobwa b'i Silo basohoka baje kubyina mu
makoraniro y'abaririmbyi, musohoke mu mizabibu mubagwe gitumo, buri muntu
afate umugore mu bakobwa b'i Silo, hanyuma mubajyane mu gihugu cya Benyamini.

22Ba se cyangwa abavandimwe babo nibaramuka baduteyeho amahane, tuzababwira


© 2012, Bible Society of Rwanda.

tuti ’Nimubagirire ubuntu, kuko mu gihe twarwanyaga Yabeshi tutashoboye kubonera umugore buri muntu muri bo; byongeye kandi nta we uzabibarenganyiriza kuko atari mwebwe mwababashyingiye.’»

23Nuko Ababenyamini babigenza batyo. Muri abo bakobwa babyinaga bari bafashe, bahitamo abangana n’umubare wabo, kugira ngo bababere abagore. Nuko baragenda basubira mu gihugu cyabo, bongera kubaka imigi yabo maze barahatura.

24Icyo gihe Abayisraheli bose baratatana, buri muntu ajya mu muryango we, mu nzu ye, no mu munani we.

25Muri iyo minsi kandi, nta mwami wariho muri Israheli; buri muntu yakoraga icyo abona kimutunganiye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Ruta

## Ruta 1

### Umuryango wa Elimeleki usuhukira i Mowabu

1Kera, igihugu kigitegekwa n'abacamanza, inzara yarateye, maze umugabo wari utuye i Betelehemu muri Yuda arasuhuka, we n'umugore we, n'abahungu be babiri. Basuhukira mu gihugu cy'i Mowabu.

2Uwo mugabo yitwaga Elimeleki, umugore we akitwa Nawomi, naho abahungu be bakaba Mahiloni na Kiliyoni. Bari Abanyefurata b'i Betelehemu mu gihugu cya Yuda. Nuko bajya mu gihugu cya Mowabu, maze barahatura.

3Elimeleki, umugabo wa Nawomi, aza gupfa; Nawomi asigara aho n'abahungu be bombi.

4Abo basore bashaka abagore b'Abamowabukazi: umwe yitwaga Oripa, undi akitwa Ruta. Batura muri icyo gihugu imyaka igera ku icumi.

5Nyuma, Mahiloni na Kiliyoni na bo baza gupfa. Nuko uwo mugore asigara aho, nta bana nta mugabo.

### Ruta yiyemeza kugumana na Nawomi

6Nawomi arahaguruka n'abakazana be bombi, bava mu gihugu cya Mowabu, kuko aho i Mowabu yari yarumvise bavuga ko Uhoraho Imana yari yaragobotse umuryango wayo ikawuha icyo kurya.

7Nuko rero ava aho yari atuye, ajyana n'abakazana be bombi, bashyira nzira basubira mu gihugu cya Yuda.

8Bakigenda Nawomi abwira abakazana be, ati «Ngaho nimusubire iwanyu, buri wese asange nyina. Uhoraho arabagirire ubuntu nk'uko namwe mwabungiriye, mukabugirira n'abo twapfushije.

9Uhoraho azabahe kugira ituze mu rugo rwanyu hamwe n'uwo muzashakana.» Nuko abasezeraho. Bo baraturika bararira.

10Bati «Oya rwose, turagukurikira tujyane mu muryango wawe.»

11Ariko Nawomi arababwira ati «Nimusubire iwanyu, bana banjye, kuki mwakwirushya munkurikira? None se iyi nda yanjye yabasha kubabyarira abagabo ?

12Ngaho nimwigendere musubire iwanyu, bana banjye. Dore nanjye ndashaje sinkiri uwo gushaka! Kandi rero, n'iyo navuga nti 'Iri joro ndarara mbonye umugabo', nti 'Nzabyara abandi bahungu',

13ese mwazategereza kugera igihe bazakurira? Murumva se ibyo ari byo byababuza


© 2012, Bible Society of Rwanda.

kujya kwishakira abagabo? Oya, bana banjye. Agahinda mfite si ako kuvugwa, kararuta akanyu kure! Ukuboko k'Uhoraho kwarampagurukiye.»

14 Abakazana barushaho kurira. Hanyuma Oripa asezera kuri nyirabukwe, ariko Ruta we amwihambiraho.

15 Nawomi aramubwira ati «Dore mukeba wawe asubiye iwabo, asanze umuryango we n'imana z'iwabo. Ngaho nawe kurikira mukeba wawe.»

16 Nuko Ruta aramusubiza ati «Wikomeza kumpatira kugusiga ngo nisubirire iwacu, kuko aho uzajya nzajya aho, aho uzarara nkarara aho. Igihugu cyawe kizaba icyanjye, Imana yawe ni yo izaba Imana yanjye;

17 aho uzagwa ni ho nzagwa bahampambe! Nihagira ikindi kidutandukanya usibye urupfu, Uhoraho azampane, ndetse akube kangahe!»

18 Nuko Nawomi abonye ko Ruta yiyemeje rwose ibyo kujyana na we, ntiyagira ikindi yongeraho.

19 Nuko barajyana bagera i Betelehemu. Batungutse i Betelehemu, umugi wose urahurura uza kubareba. Abagore bati «Mbega uyu ni Nawomi?»

20 Ariko we arababwira ati «Mwinyita Nawomi (Umutoni), ahubwo noneho mujye munyita Mara (Maganya), kuko Ushoborabyose yampaye agahinda k'akamenamutima.

21 Navuye ino mfite byinshi, none Uhoraho angaruye nta na busa. Kuki mwakomeza kunyita Nawomi kandi Uhoraho yararivuguruje; Ushoborabyose akaba yarangize umunyabyago!»

22 Nguko uko Nawomi yagarutse, we n'umukazana we Ruta w'Umumowabukazi, bavuye mu gihugu cya Mowabu. Icyo gihe bagera i Betelehemu, hari ku mwero w'ingano za bushoki.

## Ruta 2

### Ruta ajya guhumba ingano mu murima wa Bowozi

1 Ubwo rero Nawomi akaba yari afite mwene wabo w'umugabo we, wari umukungu ukomeye wo mu muryango wa Elimeleki, akitwa Bowozi.

2 Ruta w'Umumowabukazi abwira Nawomi, ati «Ndagira ngo njye mu mirima guhumba ingano inyuma y'umusaruzi uri bunkundire akanyemerera.» Aramusubiza ati «Ngaho genda, mwana wanjye.»

3 Nuko aragenda ajya guhumba mu murima inyuma y'abasaruzi. Iby' amahirwe, ajya guhumba mu murima wa Bowozi mwene wabo wa Elimeleki.

4 Hashize umwanya Bowozi aba arahageze avuye i Betelehemu. Aramutsa abasaruzi be, ati «Nimugire Uhoraho!» Bati «Uhoraho aguhunde imigisha!»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Bowozi abaza umutware w'abasaruzi, ati «Ese uriya mugore ni uwa nde?»

6Umutware w'abasaruzi aramusubiza ati «Uriya mugore ni Umumowabukazi, ni wawundi wazanye na Nawomi avuye i Mowabu.

7Yanyinginze ati 'Nagira ngo nihumbire ingano, ngende ntoragura izatakaye hagati y'imiba, aho abasaruzi bavuye.' Yaje aguma hano kuva mu gitondo; kandi kugeza n'ubu ntiyigeze aruhuka!»

8Nuko Bowozi abwira Ruta, ati «Urumva, mwana wa? Ntugire ahandi ujya guhumba. Rwose ntuve hano. Ukomeze ukurikire abakozi banjye;

9umurima basarura ntuwukureho amaso, ubagende inyuma. Nihanangirije bariya basore ngo ntihagire ugushotora, si byo se? Kandi nugira inyota ugende, hariya hari ibibindi abakozi banjye bavomeyemo, maze winywere.»

10Nuko Ruta amupfukama imbere, maze yubama ku butaka, aramubwira ati «Ni iki kiguteye kungirira neza utyo, ukanyitaho kandi ndi Umunyamahangakazi?»

11Bowozi aramusubiza ati «Bambwiye ibyawe, bantekerereza ukuntu wafashe neza nyokobukwe nyuma y'aho umugabo wawe apfiriye; bambwira n'ukuntu wasize so na nyoko, ugasiga n'igihugu cyakubyaye, ukemera kujya mu gihugu utari uzi na gato.

12Rwose Uhoraho azaguhe ingororano y'ibyo wakoze byose. Uhoraho Imana ya Israheli azakwihere igihembo cyuzuye, kuko ari we wahungiyeho ngo aguhishe mu mababa ye.»

13Nuko Ruta aramubwira ati «Rero uranyiteho, mubyeyi, ubwo wampumurije, ukambwira amagambo meza angera ku mutima, jyewe umuja wawe; ndetse sinkwiye no kuba umuja wawe!»

14Igihe cyo gufungura kigeze, Bowozi aramubwira ati «Ngwino urye umugati, maze tuguhe n'uburisho.» Nuko yicara iruhande rw'abasaruzi. Bowozi amuha umugati ukaranze, ararya arahaga, ndetse aranasigaza.

15Igihe ahagurutse asubiye guhumba, Bowozi ategeka abakozi be, ababwira ati «Mumureke ahumbe no ku miba mwarunze, ntimumukoze isoni.

16Ndetse mujye mukora no ku miba mute amahundo hasi, maze abone icyo ahumba. Kandi ntihagire umubwira nabi.»

### Nawomi ashima Ruta ko yagiye guhumba kwa Bowozi

17Ruta arakomeza ahumba muri uwo murima, kugeza ku mugoroba; amaze guhura ibyo yahumbye, yuzuza umufuka w'ingano.

18Arikorera arataha, asubira mu mugi. Yereka nyirabukwe ibyo yahumbye byose. Ndetse ahambura ibyasigaye ku ifunguro yahawe, abiha nyirabukwe.

19Nyirabukwe aramubaza ati «Wahumbye mu murima wa nde, mwana wa? Wiriwe


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mu kwa nde? Imana ihe umugisha uwo mugiraneza!» Ruta abwira nyirabukwe nyir'umurima yiriwe ahumbamo, ati «Niriwe mu murima w'umugabo witwa Bowozi.»

20Nawomi abwira umukazana we, ati «Arakagira umugisha w'Uhoraho, we utibagirwa kugirira neza abazima n'abapfuye.» Nuko Nawomi aramubwira ati «Erega urya ni mwene wacu, ni umwe mu bagomba kugaruza ibyacu.»

21Ruta Umumowabukazi ati «Ahubwo yanambwiye ngo nzakomeze mpumbe inyuma y'abakozi be, kugeza igihe bazarangiriza gusarura imirima ye yose.»

22Nawomi abwira umukazana we, ati «Nuko, mwana wanjye, jya ukomeza ujye inyuma y'abakozi be, hato utazajya no mu k'undi hakagira uhagucunaguriza.»

23Bityo Ruta akomeza guhumba mu kwa Bowozi, akurikiye abakozi, kugeza igihe isarura ry'ingano za bushoki rirangiye, n'isarura ry'ingano zisanzwe. Akomeza kubana na nyirabukwe.

## Ruta 3

### Ruta abona umugabo

1Nawomi abwira umukazana we, ati «Ni ko mwana wa, ese si jye ugomba kukurebera uburyo wabaho ngo ugubwe neza?

2None se uriya Bowozi, shebuja wa ba bakozi mwiriranywe, si mwene wacu? Dore kandi iri joro arajya kugosoza ingano ze ku mbuga aho bazihuriye.

3Umva rero, nkubwire: wiyuhagire, wisige amavuta ahumura, wambare neza, maze umanuke ujye aho bagosorera. Ariko umenye ntumwiyereke atararangiza kurya no kunywa.

4Najya kuryama, umenye aho aryamye, ugende worosore ku birenge bye maze uryame. Na we arakwereka uko ugomba kubigenza.»

5Ruta aramusubiza ati «Ibyo umbwiye byose ndabikora.»

6Nuko aramanuka ajya aho bagosorera, abigenza uko nyirabukwe yamubwiye.

7Bowozi ararya, aranywa, amererwa neza, maze ajya kuryama hafi y'ikirundo cy'ingano. Ruta aromboka, amworosora ibirenge, araryama.

8Nuko mu gicuku, Bowozi arashiguka, arebye imbere ye, abona umugore uryamye ku birenge bye.

9Ati «Yewe, uri nde?» Undi ati «Erega ndi Ruta, umuja wawe.» Yungamo ati «Ese wancyuye ko ari wowe ugomba kugaruza ibyo mu muryango?»

10Bowozi ati «Urakagira umugisha w'Uhoraho, mwana wanjye. Ubu rwose unyeretse ubupfura bwawe, kurusha uko wabwerekanye mbere hose. Ngushimye rwose ko

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

utirutse ku basore, baba abakire cyangwa abakene.

11None rero, mwana wanjye, ushyire umutima hamwe: icyo uzansaba cyose nzakigukorera. Abantu b'ino bose bazi ko uri umugore w'intwari.

12Cyakora n'ubwo ndi mu bagomba kugaruza iby'umuryango, hari undi wa bugufi ubifitiye uburenganzira kundusha.

13Iryamire; ejo nagutwara, ni byiza, azagutware. Ariko navuga ko adashaka kugucyura, jyewe nzagucyura. Ndahije Uhoraho Imana nzima! Ngaho iryamire, uzagenda hakeye.»

14Nuko umugore arara aho ku birenge bye, burinda bucya. Ariko abyuka mu ruturuturu, igihe umuntu aba ataramenya undi. Bowozi yaribwiraga ati «Hatagira umenya ko uyu mugore yaraye aha bagosorera.»

15Aramubwira ati «Zana uwo mwitero wawe, uwurambure neza.» Undi arawutega. Amusukiramo incuro makumyabiri z'ingano za bushoki, aramukorera. Nuko Ruta arataha, asubira mu mugi.

16Agitunguka, nyirabukwe ati «Byagenze bite, mwana wa?» Amutekerereza ibyo uwo mugabo yamugiriye byose.

17Ati «Yampaye n'uyu mutwaro w'ingano, arambwira ngo 'Ntiwasubira kwa nyokobukwe nta cyo ujyanye'!»

18Nawomi aramubwira ati «Igumire aha, mwana wanjye, kugeza igihe umenyeye amaherezo yabyo. Uriya mugabo ntaruhuka atabitunganyije byose, uyu munsi ndetse!»

## Ruta 4

### Bowozi agaruza ibyo kwa Elimeleki

1Bowozi ajya mu marembo y'umugi, aho inama yajyaga iteranira, maze arahicara. Wa mugabo wagombaga kugaruza iby'umuryango, umwe Bowozi yavugaga, aba arahanyuze. Bowozi aramuhamagara ati «Yewe mugenzi! Enda hano; ba wicaye aha.» Undi araza aricara.

2Nuko Bowozi atora abagabo cumi mu bakuru b'umugi. Arababwira ati «Nimube mwicaye aha.» Baricara.

3Maze Bowozi abwira nyir'ukugaruza iby'umuryango, ati «Ya sambu ya mwene wacu Elimeleki, dore Nawomi wagarutse aturutse mu gihugu cya Mowabu, arashaka kuyigurisha.

4Nasanze rero ngomba kubikumenyesha, nkakubwira nti 'Yigure aba bagabo n'abakuru b'umuryango bose bareba.' None, niba ushaka kuyigaruza, ngaho yigaruze. Kandi niba utabishaka, ubimbwire mbimenye; kuko nta wundi ufite


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

uburenganzira bwo kuyigaruza, nanjye nza nyuma yawe.» Uwo mugabo ati «Ndashaka kuyigaruza.»

5Bowozi ati «Umenye rero ko umunsi wagaruje iyi sambu, Nawomi akayiguha, uzahita unacyura Ruta, wa Mumowabukazi, umugore wa nyakwigendera, kugira ngo ubyarire uwo nyakwigendera uzamusigarira ku itongo.»

6Nuko wawundi wagombaga kugaruza iby'umuryango ati «Ubwo ari uko bimeze, sinshobora kuyigura, kuko byamviramo gutakaza umugabane wanjye. Ngaho yigurire, nguhaye uburenganzira nari nyifiteho.»

7Kera rero uko byagendaga muri Israheli: iyo abagabo babiri babaga bamaze kumvikana, haba mu byo kugaruza iby'umuryango cyangwa mu byo kugura no kugurisha, umwe yakuragamo urukweto rwe akaruhereza undi. Ni uko muri Israheli bemeranyaga ikintu imbere y'abagabo.

8Ubwo rero wawundi wagombaga kugaruza iby'umuryango abwira Bowozi, ati «Ngaho igurire!» Nuko akuramo urukweto.

9Bowozi abwira abakuru b'imiryango n'imbaga yose yari aho, ati «Muzambere abagabo ko uyu munsi nguze na Nawomi ibyari ibya Elimeleki byose, kimwe n'ibya Kiliyoni, n'ibya Mahiloni.

10Ubu kandi mpise ncyura na Ruta w'Umumowabukazi muka Mahiloni, kugira ngo mbyarire nyakwigendera umwana uzamusigarira ku itongo, no kugira ngo kandi izina rye ritazibagirana mu bavandimwe be no mu marembo y'umugi. Uyu munsi muri abagabo bo kubihamya.»

11Nuko rubanda rwose rwari aho mu nama, kimwe n'abakuru b'umuryango, baravuga bati «Turi abagabo! Uwo mugore ucyuye iwawe, Uhoraho azamugire nka Rasheli na Leya, bo inzu ya Israheli ishingiyeho. Ugende utunge, utunganirwe muri Efurata, maze izina ryawe ryamamare i Betelehemu.

12Abana Imana izaguha kubyarana n'uwo mugore bazatume urugo rwawe rukomera nk'urwa Pereshi mwene Yuda na Tamara.»

### Bowozi acyura Ruta akamubyaraho Obedi

13Bowozi acyura Ruta maze amugira umugore we. Uhoraho amuha gusama abyara umuhungu.

14Abagore babwira Nawomi, bati «Uhoraho nashimwe, We utagutereranye ngo ubure uzakurengera, ahubwo akaguha umwuzukuru uzaba ikirangirire muri Israheli.

15Azatuma usubirana amagara wahoranye, maze akubere akabando ko mu zabukuru. Uyu mukazana wawe ugukunda ni we umukubyariye: ubu se ntakurutiye abahungu barindwi?»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16Nawomi aterura umwana, amwiyegamiza ku gituza ; kuva ubwo aba ari we umwirerera.

17Abagore b'abaturanyi baza kumwita izina, bavuga bati «Nawomi yabonye umuhungu!» Nuko bamwita Obedi. Ni we wabyaye Yese, se wa Dawudi.

### Amasekuru ya Dawudi

18Dore abakomoka kuri Pereshi, n'uburyo bakurikirana. Pereshi yabyaye Hesironi;

19Hesironi abyara Ramu; Ramu abyara Aminadabu;

20Aminadabu abyara Nahasoni; Nahasoni abyara Salimu;

21Salimu abyara Bowozi; Bowozi abyara Obedi;

22Obedi abyara Yese; maze Yese abyara Dawudi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# 1 Samweli

## Icya mbere cya Samweli 1

### Ana mu Ngoro y'i Silo

1 I Ramatayimu-Sofimu, ku musozi wa Efurayimu, hari umugabo akitwa Elikana, mwene Yerohamu, wa Elihu, wa Tohu, wa Sufu, akaba Umunyefurata.

2 Yari afite abagore babiri: umwe akitwa Ana, undi akitwa Penina. Penina yari afite abana, naho Ana nta bo agira.

3 Buri mwaka, uwo mugabo yavaga mu mugi yari atuyemo, akazamuka yerekeza i Silo kuramya Uhoraho Umugaba w'ingabo, no kumutura igitambo. Aho i Silo, Hofini na Pinehasi, abahungu ba Heli, ni bo bari abaherezabitambo b'Uhoraho.

4 Nuko umunsi Elikana yakundaga guturaho igitambo uragera. Yari afite akamenyero ko guha umugore we Penina n'abahungu be n'abakobwa be bose imigabane ivuye kuri icyo gitambo.

5 Ariko Ana akamuha umugabane w'akarusho kuko ari we yakundaga, n'ubwo Uhoraho yari yaramugize ingumba.

6 Ikindi kandi, mukeba we ntiyasibaga kumukwena amwandagaza, kubera ko Uhoraho yamugize ingumba.

7 Ni ko byagendaga buri mwaka: igihe cyose bazamukaga bagana Ingoro y'Uhoraho, Penina yaramukwenaga. Nuko rimwe, Ana ararira yanga no kurya.

8 Umugabo we Elikana aramubaza ati «Ana we, urarizwa n'iki? Urabuzwa n'iki kurya? Ese sinkurutira abahungu cumi?»

9 Bamaze kurira no kunywera aho i Silo, Ana arahaguruka. Umuherezabitambo Heli akaba yicaye ku ntebe, ku rwinjiriro rw'Ingoro y'Uhoraho.

10 Ana ashenguwe n'ishavu, asengana Uhoraho amarira menshi.

11 Nuko agira iri sezerano, ati «Uhoraho, Mushoborabyose, ukunze ukita ku kababaro k'umuja wawe, ukanyibuka, ntutererane umuja wawe, maze umuja wawe ukamuha agahungu, nazakegurira Uhoraho mu buzima bwako bwose, n'urwogosho ntiruzakagere ku mutwe.»

12 Amara umwanya muremure imbere y'Uhoraho asenga. Ubwo Heli yitegerezaga umunwa we.

13 Ana yavugiraga mu mutima we: iminwa ye yonyine ni yo yanyeganyegaga; ijwi rye ntiryumvikanaga. Heli agira ngo uwo mugore yasinze,

14 maze aramubwira ati «Urasinda na ryari? Jya kuryamisha divayi yawe!»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Ana aramusubiza ati «Shobuja, nta divayi nanyoye, nta n'igisindisha na busa, ahubwo ndi umugore ushenguwe n'ishavu. Gusa, naganyiraga Uhoraho.

16Wikwibwira ko umuja wawe ari umupfu; ahubwo ni ishavu n'agahinda byandenze bituma nivugisha kugeza magingo aya.»

17Heli aramusubiza ati «Genda amahoro kandi Imana ya Israheli iguhe icyo wayisabye!»

18Ana aramusubiza ati «Umuja wawe arakuronkereho umugisha!» Umugore aragenda, ararya, maze mu maso ye harakenkemuka.

19Babyuka mu gitondo cya kare bunamira Uhoraho; nuko bataha iwabo i Rama. Elikana aryamana n'umugore we Ana, nuko Uhoraho yibuka Ana.

### Ivuka n'ubwana bwa Samweli

20Nuko rero igihe kigeze, Ana wari utwite abyara umuhungu. Amwita Samweli, agira ati «Kuko namusabye Uhoraho.»

21Muri uwo mwaka, umugabo we Elikana azamukana n'umuryango we wose gutura Uhoraho igitambo nk'uko bisanzwe, no kurangiza isezerano rye.

22Ariko Ana ntiyazamukana na bo, ahubwo abwira umugabo we, ati «Ntegereje ko umwana acuka: ni bwo nzamujyana, tumwegurire Uhoraho, maze abe ariho azaguma.»

23Umugabo we Elikana aramubwira ati «Kora ikigutunganiye. Sigara aha kugeza ubwo uzamucutsa. Gusa, Uhoraho yubahirize ijambo rye.» Umugore rero arasigara, yonsa umuhungu we kugeza ubwo amucukije.

24Amaze kumucutsa, aramuzamukana hamwe n'ikimasa cy'imyaka itatu, incuro y'ifu y'ingano, n'uruhago rw'uruhu rurimo divayi, amwinjiza mu Ngoro y'Uhoraho i Silo, kandi umwana yari akiri muto.

25Batamba cya kimasa, maze umwana bamushyikiriza Heli.

26Ana ati «Umbabarire, shobuja! Uhorane ubugingo, shobuja! Ni jye wa mugore wari iruhande rwawe, aha ngaha, nsenga Uhoraho.

27Uyu mwana ni we nasabaga, none Uhoraho yampaye icyo namusabye.

28Nanjye ndamumuhaye: yeguriwe Uhoraho mu buzima bwe bwose.» Nuko bunamira Uhoraho aho ngaho.

## Icya mbere cya Samweli 2

### Ana ashimira Imana

1Ana arasenga, ati «Umutima wanjye uhimbarijwe muri Uhoraho n'ubwemarare bwanjye mbukesha Imana yanjye. Ntinyutse kwihimura abanzi banjye, nejerejwe

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'uko wabatsinze.

2Nta we uhwanyije ubutungane n'Uhoraho, nta wundi wundi uretse wowe, nta rutare rwagereranywa n'Imana yacu.

3Ntimukongere kuvuga amagambo menshi y'ubwirasi, ubutukanyi ntibugasohoke mu munwa wanyu, kuko Uhoraho ari Imana izi byose, kandi agacira imanza ibikorwa by'abantu.

4Umuheto w'intwari uravunitse, naho abadandabiranaga bakindikije imbaraga.

5Abari bijuse baraca incuro, naho abari bashonje baradamaraye. Umugore w'ingumba yabyaye karindwi, naho uwari yishimye abana aragumbaha.

6Uhoraho arica kandi akabeshaho, yohereza ikuzimu kandi akavanayo.

7Uhoraho arakenesha kandi agakungahaza, acisha bugufi, akanakuza.

8Avana umutindi mu mukungugu, agakura umukene mu mwanda, kugira ngo abicaze hamwe n'ibikomangoma, kandi bahabwe icyicaro cy'icyubahiro. Kuko inkingi z'isi ari iz'Uhoraho; kandi akaba ari zo yayiteretseho.

9Azarinda umuyoboke we, ariko abamugomeye bazatikirira mu mwijima, kuko nta we utsinda ku bw'imbaraga ze.

10Uhoraho, abanzi be bazarimburwa, aho ari mu ijuru azabahindishaho inkuba. Uhoraho azacira isi yose urubanza, azahe ububasha umwami yiyimikiye, kandi akuze uwo yisigiye amavuta y'ubutore.»

11Elikana asubira iwe i Rama, naho umwana akomeza gukorera Uhoraho, mu maso y'umuherezabitambo Heli.

### Akarengane gatewe n'abahungu ba Heli

12Abahungu ba Heli bari abantu b'abahemu, batitaga ku Uhoraho.

13Dore uko abo baherezabitambo bagenzerezaga abaturage: iyo umuntu yaturaga igitambo, babaga bagiteka inyama, umugaragu w'umuherezabitambo akahashinga, afite ikanya y'amenyo atatu,

14akayijomba mu isafuriya, mu ngunguru, mu nkono cyangwa mu cyungo. Ibyo iyo kanya yaruye byose bigaharirwa umuherezabitambo. Nguko uko bagenzerezaga Abayisraheli bose baje aho ngaho i Silo.

15Ikindi kandi, mbere y'uko bashongesha urugimbu, umugaragu w'umuherezabitambo yajyaga kubwira uwaturaga igitambo, ati «Ha umuherezabitambo inyama zo kotsa. Nta bwo yemera ko umuha inyama zitetse, ashaka gusa inyama mbisi.»

16Iyo uwaturaga igitambo yamubwiraga ati «Reka babanze bashongeshe urugimbu,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nyuma utware ibyo ushaka», umugaragu yaramubwiraga ati «Oya, zimpe aka kanya, naho ubundi ndazitwara ku gahato.»

17Mu maso y'Uhoraho igicumuro cy'abo basore cyari gikabije, kuko bubahukaga igitambo cy'Uhoraho.

### Samweli akorera Imana i Silo

18Samweli yakoreraga Uhoraho. Yari umwana wambaye agakanzu kaboshye muri hariri.

19Nyina yamuboheraga agashura akakamushyira buri mwaka, uko azamukanye n'umugabo we gutura igitambo cya buri mwaka.

20Heli yasabiraga umugisha Elikana n'umugore we, agira ati «Uhoraho araguhe urubyaro kuri uyu mugore, rugushumbushe uweguriwe Uhoraho!» Hanyuma bagasubira iwabo.

21Nuko Uhoraho agoboka Ana, arasama abyara abahungu batatu n'abakobwa babiri. Naho umwana Samweli akomeza kugimbuka mu maso y'Uhoraho.

### Heli acyaha abahungu be, bo bakamusuzugura

22Heli yari amaze gusaza, akumva bavuga imyifatire y'abahungu be imbere y'Abayisraheli bose, ndetse n'ukuntu baryamanaga n'abagorebababaga ku rwinjiriro rw'Ihema ry'ibonaniro.

23Arababwira ati «Kuki mugenza mutyo? Ibibi numva babavugaho, biravugwa na bose.

24Nimusigeho, bana banjye, kuko amagambo umuryango w'Uhoraho ubavugaho atari meza!

25Nihagira umuntu uhemukira undi, Imana izabakiranure. Ariko se umuntu nahemukira Uhoraho, ni nde uzaca urubanza?» Ntibita ku byo se ababwiye, kuko Uhoraho yashakaga kubicisha.

26Naho umwana Samweli yakuraga mu gihagararo no mu bwiza, imbere y'Uhoraho no mu maso y'abantu.

### Igihano cyamenyeshejwe Heli n'umuryango we

27Haza umuntu w'Imana kureba Heli, aramubwira ati «Dore uko Uhoraho avuze: Cyo ye! Nigaragarije umuryango wa so igihe wari mu Misiri utegekwa n'umuryango wa Farawo.

28So namutoranyije mu miryango yose ya Israheli mugira umuherezabitambo wanjye, ngo ajye yegera urutambiro rwanjye, ahatwikire umubavu, anambare umusanganyagihimba mu maso yanjye. Ibyo Abayisraheli batura byose, nabyeguriye umuryango wa so.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

29Ku mpamvu ki munyukanyuka igitambo cyanjye n'ituro ryanjye nategetse mu Ngoro yanjye? Kuki se wubaha abahungu bawe kunduta, maze mukikubira irishamaje mu maturo yose ya Israheli umuryango wanjye?

30Ni yo mpamvu — Uwo ni Uhoraho Imana ya Israheli ubivuga — n'ubwo nari nagize nti 'Umuryango wawe n'umuryango wa so izahorane nanjye iteka', none ubu — Uwo ni Uhoraho ubivuga — ishyano riraguye! Kuko nubaha abanyubaha, naho abansuzugura bagasuzugurwa.

31Dore igihe kiraje nkaguca intege, wowe n'umuryango wa so: nta mukambwe uzongera kurangwa mu muryango wawe.

32Mu Ngoro uzahasimburwa n'utari uwawe, uzamubona ubone n'ibyiza byose azakorera Israheli; naho mu muryango wawe, nta mukambwe uzaharangwa ukundi.

33Nyamara ariko, nzagumisha umwe mu bawe ku rutambiro rwanjye, kugira ngo ajye ashengurwa n'ishyari n'ubwihebe, naho abandi bose bazakenyuka.

34Uzabibonera gihamya kuko abahungu bawe babiri, Hofini na Pinehasi, bombi bazapfira umunsi umwe.

35Nuko nitorere umuherezabitambo nyawe, uzakurikiza uko umutima wanjye ushaka n'icyo nifuza. Nzamwubakira inzu ihamye, kandi ahore anogeye uwo nzaba narasize amavuta.

36Naho uwo mu muryango wawe uzarokoka, azamwunamira kugira ngo abone ka feza n'akagati, maze azamubwire ati 'Mbabarira, umpe akarimo k'ubuherezabitambo, kugira ngo mbone agace k'umugati ko kurya.'»

## Icya mbere cya Samweli 3

### Imana itora Samweli ho umuhanuzi

1Umwana Samweli yakoreraga Uhoraho ari kumwe na Heli. Muri iyo minsi Ijambo ry'Uhoraho ryari imbonekarimwe, kubonekerwa ntibyabagaho kenshi.

2Uwo munsi Heli yari aryamye mu mwanya we usanzwe. Amaso ye yari atangiye guhunyeza; ntiyari agishoboye kubona neza.

3Itara ry'Imana ryari ritarazima, Samweli akaba aryamye mu Ngoro y'Uhoraho, hafi y'Ubushyinguro bw'Imana.

4Uhoraho ahamagara Samweli, arasubiza ati «Karame!»

5Yirukanka asanga Heli, ati «Ndaje kuko umpamagaye.» Heli aramusubiza ati «Sinaguhamagaye, mwana wanjye. Subira kwiryamira.» Ajya kuryama.

6Uhoraho ahamagara Samweli bundi bushya. Samweli arabyuka ajya kureba Heli, aramubwira ati «Ndaje kuko umpamagaye.» Heli aramusubiza ati «Sinaguhamagaye,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mwana wanjye. Subira kwiryamira.»

7Samweli yari ataramenya Uhoraho; Ijambo ry'Uhoraho ryari ritaramwihishurira.

8Uhoraho yongera guhamagara Samweli ubwa gatatu. Arabyuka ajya kureba Heli, aramubwira ati «Ndaje kuko umpamagaye.» Ubwo Heli amenya ko ari Uhoraho uhamagara umwana.

9Heli abwira Samweli, ati «Subira kwiryamira. Naguhamagara, umubwire uti 'Vuga, Nyagasani, umugaragu wawe arumva.'» Nuko Samweli asubira kuryama mu mwanya we usanzwe.

10Uhoraho na none araza, ahamagara nka mbere, ati «Samweli, Samweli!» Samweli ati «Vuga, umugaragu wawe arumva.»

11Uhoraho abwira Samweli, ati «Dore, hari ikintu ngiye gukora muri Israheli, kizatuma abazacyumva bose bakangarana.

12Uwo munsi nzakorera inzu ya Heli ibyo nayivuzeho byose, nta cyo nsize inyuma.

13Ndamumenyesha ko ndangiza urubanza rwaciriwe umuryango we iteka ryose, kubera icyaha cye: yari azi ko abahungu be batuka Imana, nyamara ntiyabacyaha.

14Ni yo mpamvu ndahiriye inzu ya Heli: nta kizasibanganya igicumuro cy'inzu ya Heli, cyaba igitambo cyangwa ituro.»

15Samweli akomeza kuryama kugera mu gitondo, nyuma akingura inzugi z'Ingoro y'Uhoraho. Samweli yatinyaga gutekerereza Heli ibonekerwa rye.

16Heli ahamagara Samweli, aramubwira ati «Samweli, mwana wanjye.» Undi ati «Karame!»

17Ati «Yakubwiye jambo ki? Ndagusabye wimpisha. Imana izaguhana numpisha ijambo na rimwe mu byo yakubwiye.»

18Nuko Samweli amutekerereza byose, nta cyo amuhishe. Heli ati «Ni Uhoraho. Arakore uko abishaka.»

19Samweli arakura. Uhoraho yari kumwe nawe, kandi ntiyatuma hagira ijambo rye na rimwe riba impfabusa.

20Israheli yose, kuva i Dani kugera i Berisheba, imenya ko Samweli yemeweho kuba umuhanuzi w'Uhoraho.

21Uhoraho akomeza kubonekera i Silo. Koko rero, Uhoraho yigaragarizaga Samweli i Silo, akamuvugisha.

## Icya mbere cya Samweli 4

1Kandi ijambo rya Samweli ryakirwaga n'Abayisraheli bose.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Abayisraheli batsindwa n'Abafilisiti

Bukeye, Abayisraheli batera Abafilisiti, baca ingando hafi ya Ebenezeri, naho Abafilisiti bazica Afeki.

2Abafilisiti bohereza ingabo zabo, zisakirana n'iz'Abayisraheli, urugamba rurakomera, maze Abayisraheli batsindwa n'Abafilisiti. Kuri urwo rugamba haguye abantu bagera ku bihumbi bine mu ngabo z'Abayisraheli.

3Ingabo zihungira mu ngando, maze abakuru b'imiryango ya Israheli baravuga bati «Ni kuki uyu munsi Uhoraho yaretse dutsindwa n'Abafilisiti? Tujye i Silo gushakayo Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho, kugira ngo bujye hagati yacu kandi buturinde abanzi bacu!»

4Abayisraheli bohereza abantu i Silo, bavanayo Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho Nyir'ingabo, utetse ijabiro hejuru y'Abakerubimu. Hafi y'Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho, hari abahungu babiri ba Heli, Hofini na Pinehasi.

5Nuko Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho bugeze mu ngando, Abayisraheli bose baterera hejuru icyarimwe, mu ijwi riranguruye, maze isi iradagadwa.

6Abafilisiti bumvise urwo rwamo, baravuga bati «Urwo rwamo rurenga ruturutse mu ngando y'Abahebureyi ni urw'iki?» Hanyuma baza kumenya ko Ubushyinguro bw'Uhoraho bwageze mu ngando.

7Abafilisiti batahwa n'ubwoba, kuko bavugaga bati «Imana yageze mu ngando yabo!» Nuko baravuga bati «Turagowe! Ibi nta bwo byari biherutse kubaho.

8Turagowe koko! Ni nde uzaturokora ikiganza cy'iyo Mana ishobora byose? Iyo Mana ni yo yateje Abanyamisiri ibyago by'ubwoko bwose mu butayu.

9Bafilisiti mwe, nimukomere mube abagabo! Hato mutaba abaretwa b'Abayisraheli, nk'uko na bo bigeze kuba abacakara banyu. Nimube abagabo kandi murwane!»

10Nuko Abafilisiti baratera, Abayisraheli baratsindwa, maze buri muntu ahungira mu ihema rye. Baratsindwa bikabije: muri bo hapfa abantu ibihumbi mirongo itatu.

11Ubushyinguro bw'Imana buranyagwa, kandi n'abahungu bombi ba Heli, Hofini na Pinehasi, barahagwa.

## Urupfu rw'umuherezabitambo Heli

12Umugabo wo mu Babenyamini ahubuka ku rugamba yiruka, ataha i Silo uwo munsi. Imyambaro ye yari yamushiriyeho kandi umutwe we wuzuye umukungugu.

13Ubwo Heli akaba yicaye ku ntebe ye iruhande rw'inzira ahanzeyo amaso, kuko yari yakuwe umutima n'Ubushyinguro bw'Imana. Nuko uwo mugabo ageze mu mugi avuga uko byagenze, maze umugi wose ucura imiborogo.

14Heli ngo yumve iyo miborogo, aribwira ati «Uru rusaku ruri muri rubanda ni


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

urw'iki?» Ni bwo wa muntu aje yihuta, amumenyesha ibyari byabaye byose.

15Heli yari agejeje ku myaka mirongo cyenda n'umunani, amaso ye wabonaga atumbiriye, nyamara atakibasha kugira icyo abona.

16Nuko wa muntu abwira Heli, ati «Mvuye ku rugamba, naruhunze uyu munsi nyine.» Heli aramubaza ati «Byagenze bite se, mwana wanjye?»

17Iyo ntumwa iramusubiza iti «Israheli yahunze Abafilisiti kandi hapfuye abantu benshi; ndetse abahungu bawe bombi, Hofini na Pinehasi, na bo bapfuye, n'Ubushyinguro bw'Imana bwanyazwe.»

18Amaze kumva iby'Ubushyinguro bw'Imana, Heli ahanuka ku ntebe ye, abirinduka iruhande rw'umuryango, akuba ijosi maze arapfa, kuko yari ashaje cyane kandi aremereye. Yategetse Israheli mu gihe cy'imyaka mirongo ine.

### Umukazana wa Heli na we apfa

19Umukazana we, muka Pinehasi, yari atwite inda nkuru kandi yegereje igihe cyo kubyara. Ngo yumve inkuru y'uko Ubushyinguro bw'Imana bwanyazwe, n'uko sebukwe n'umugabo we bapfuye, aherako arapfukama arabyara, kuko ibise byari bimutunguye.

20Kubera ko yendaga gupfa, abagore bamuri iruhande baramubwira bati «Komera, witinya: ubyaye umuhungu.» Ntiyagira icyo abasubiza, ndetse ntiyanabitaho.

21Umwana we, yahise amwita Ikabodi (bigasobanura ngo 'icyubahiro kiracyari he?'), avuga ati «Icyubahiro kirashize kuri Israheli.» Ibyo yabivuze, abitewe n'uko Ubushyinguro bw'Imana bwanyazwe, n'ibyari byabaye kuri sebukwe no ku mugabo we.

22Yaravuze ati «Icyubahiro kirashize kuri Israheli», kuko Ubushyinguro bw'Imana bwari bumaze kunyagwa.

## Icya mbere cya Samweli 5

### Ubushyinguro bw'Imana mu Bafilisiti

1Abafilisiti rero bamaze kunyaga Ubushyinguro bw'Imana, babuvanye i Ebenezeri, babujyana i Ashidodi.

2Abafilisiti bafata Ubushyinguro bw'Imana, babujyana mu nzu y'ikigirwamana cyabo Dagoni, maze babushyira iruhande rwacyo.

3Abashidodi ngo babyuke mu gitondo cya kare, basanga Dagoni yikubise hasi , imbere y'Ubushyinguro bw'Uhoraho. Begura Dagoni, bayisubiza mu mwanya wayo.

4Bukeye bw'uwo munsi mu gitondo cya kare, basanga Dagoni yongeye kwitura hasi, imbere y'Ubushyinguro bw'Uhoraho. Umutwe n'ibiganza byombi byayimanyutseho byaguye ku gitabo cy'inzu yayo; hari hasigaye igihimba cyayo gusa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Ni yo mpamvu na n'ubu aho i Ashidodi, abaherezabitambo ba Dagoni, kimwe
n'abinjira mu nzu ya Dagoni bose, badakoza ikirenge ku gitabo cy'inzu yayo.

6Nuko ikiganza cy'Uhoraho kimerera nabi Abashidodi, maze arabarimbura. Ateza
ibibyimba Ashidodi n'abantu bayo bose.

7Abashidodi babonye ibibabayeho, baravuga bati «Ubushyinguro bw'Imana ya
Israheli ntibugume muri twe, kuko ikiganza cyayo kitumereye nabi, kimwe n'imana
yacu Dagoni!»

8Nuko batumira abatware bose b'Abafilisiti, bamaze guterana barababwira bati
«Tugenze dute Ubushyinguro bw'Imana ya Israheli?» Baremeza bati «Ubushyinguro
bw'Imana ya Israheli bugomba kwimurirwa i Gati.» Nuko bajyana i Gati
Ubushyinguro bw'Imana ya Israheli.

9Bamaze kubwimurirayo, ikiganza cy'Uhoraho kimerera nabi uwo mugi; bashya
ubwoba cyane. Uhoraho ahana bikomeye abantu bose b'uwo mugi abato n'abakuru;
ateza imibiri yabo ibibyimba.

10Ubwo bohereza Ubushyinguro bw'Imana Ekironi, ariko Abanyekironi
baburabutswe bubagana, basakuriza icyarimwe, bati «Bimuriye Ubushyinguro
bw'Imana ya Israheli iwacu, kugira ngo dushire n'abacu bose.»

11Baherako batumira abatware b'Abafilisiti, bamaze guterana barababwira bati
«Nimwohereze Ubushyinguro bw'Imana ya Israheli busubire iyo bwari buri, hato
tudapfira gushira n'abacu bose.» Uwo mugi wari wakangaranye byo gupfa, kuko
ikiganza cy'Imana cyari kibamereye nabi bikabije.

12Abatari bapfuye bafashwe n'ibibyimba, maze umuborogo w'abatuye umugi
urazamuka ugera mu ijuru.

## Icya mbere cya Samweli 6

### Abafilisiti basubiza Ubushyinguro bw'Imana muri Israheli

1Ubushyinguro bw'Uhoraho bumara amezi arindwi mu gihugu cy'Abafilisiti.

2Bukeye, Abafilisiti bahamagara abaherezabitambo n'abapfumu, barababaza bati
«Tugenze dute Ubushyinguro bw'Uhoraho? Mutwereke uko twabigenza, kugira ngo
tubusubize iyo bwari buri.»

3Barabasubiza bati «Niba musubijeyo Ubushyinguro bw'Imana ya Israheli;
ntimubwohereze bwonyine, ahubwo mugerekeho n'amaturo y'impongano.
Muzaboneraho kurokoka kandi munamenye impamvu ikiganza cy'Imana gikomeza
kubamerera nabi.»

4Baravuga bati «Ni mpongano ki tugomba kuyitura?» Barabasubiza bati «Muture
ibibyimba bitanu bishushanyije muri zahabu n'imbeba eshanu zikozwe muri zahabu,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mukurikije uko umubare w'abatware b'Abafilisiti ungana, kuko ari icyago musangiye mwese n'abatware banyu.

5Muzakore rero ibishushanyo by'ibibyimba byanyu, n'iby'imbeba zayogoje igihugu cyanyu, kandi mukuze Imana ya Israheli. Bishobotse, yazunamura ikiganza cyayo kuri mwe, ku mana zanyu no ku gihugu cyanyu.

6Bimaze iki kunangira umutima wanyu nk'Abanyamisiri na Farawo? Imana imaze kubabuza uburyo se, ntibabarekuye bakagenda?

7Nimukore rero igare rishya, mufate inka ebyiri zonsa kandi zitigeze zikorera umutwaro. Muzikureho izazo muzisubize mu kiraro, maze muzihambireho iryo gare.

8Muzafate kandi Ubushyinguro bw'Uhoraho mubushyire kuri iryo gare, naho bya bintu bya zahabu mwoherejeho amaturo y'impongano, mubishyire mu gasanduku mugatereke iruhande rw'Ubushyinguro bw'Uhoraho, maze mubureke bugende.

9Nuko muzitegereze: nibuzamuka bwerekeje i Betishemeshi, bugana mu gihugu cye, tuzamenyeraho ko ari Uhoraho ubwe waduteye icyago kingana gitya. Nibitaba bityo, tuzamenyeraho ko atari ikiganza cye cyaduteye, ahubwo ko ari impanuka yatugwiririye.»

10Nuko babigenza batyo: bafata inka ebyiri zonsa, bazihambiraho igare kandi basubiza inyana zazo mu kiraro.

11Bashyira Ubushyinguro bw'Uhoraho kuri rya gare, hamwe n'agasanduku karimo za mbeba zikozwe muri zahabu n'ibishushanyo by'ibibyimba byabo.

12Nuko izo nka ziboneza inzira yose igana i Betishemeshi, zigenda zabira nta gukebuka iburyo cyangwa ibumoso. Abatware b'Abafilisiti barazishorerera kugera ku rugabano rwa Betishemeshi.

### Ubushyinguro bugera i Betishemeshi

13Abantu b'i Betishemeshi bagesaga ingano mu kibaya. Ngo bubure amaso, babona Ubushyinguro bw'Imana bubagana, maze birabashimisha cyane.

14Nuko igare rigeze mu murima wa Yozuwe i Betishemeshi rirahagarara. Aho hantu hari ibuye rinini cyane. Baherako basatura imbaho zikoze rya gare, maze za nka bazitura Uhoraho ho igitambo.

15Abalevi bari bamanuye Ubushyinguro bw'Uhoraho, hamwe n'agasanduku karimo bya bintu bya zahabu kari kumwe na bwo, babishyira hejuru ya rya buye rinini. Nuko uwo munsi, abantu b'i Betishemeshi bahaturira Uhoraho ibitambo by'amoko yose.

16Maze ba batware batanu b'Abafilisiti bamaze kubibona, bagaruka i Ekironi uwo munsi.

17Ngibyo ibibyimba bya zahabu Abafilisiti bahaye Uhoraho ho amaturo y'impongano:


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kimwe cyari icya Ashidodi, ikindi cya Gaza, ikindi cya Ashikeloni, ikindi cya Gati, n'ikindi cya Ekironi.

18Kandi bamuhaye n'imbeba zikozwe muri zahabu, zingana n'umubare w'imigi abo batware batanu b'Abafilisiti bategekaga, kuva ku mugi uzitiwe kugeza ku rusisiro rutazitiwe. Gihamya y'ibyo iracyariho na n'ubu: ni rya buye rinini, aho bashyize Ubushyinguro bw'Uhoraho, ricyiri muri uwo murima wa Yozuwe i Betishemeshi.

19Nyamara, mu bantu b'i Betishemeshi, bene Yekonyahu ntibari bishimye igihe Ubushyinguro bw'Uhoraho buje, maze Uhoraho abicamo abantu mirongo irindwi. Nuko rubanda rwose birabashavuza, kuko Uhoraho yabahannye bikomeye.

### Ubushyinguro bugera i Kiriyati-Yeyarimu

20Abantu b'i Betishemeshi baravuga bati «Ni nde ushobora guhagarara imbere y'Uhoraho, Imana Nyir'ubutagatifu?» Barongera bati «Mbese ubundi yadusiga akajya he?»

21Nuko bohereza intumwa i Kiriyati-Yeyarimu kuvuga, bati «Abafilisiti bagaruye Ubushyinguro bw'Uhoraho. Nimumanuke mubujyane iwanyu.»

## Icya mbere cya Samweli 7

1Ab'i Kiriyati-Yeyarimu rero baraza, bazamukana Ubushyinguro bw'Uhoraho; babushyira mu nzu ya Abinadabu ku musozi, maze basiga amavuta Eleyazari umuhungu we, kugira ngo abe umurinzi w'Ubushyinguro bw'Uhoraho.

### Samweli arokora Abayisraheli, akababera umucamanza

2Guhera ku munsi Ubushyinguro bw'Imana bwagereyeho i Kiriyati-Yeyarimu, hari hashize igihe kirekire, nk'imyaka makumyabiri; nuko inzu yose ya Israheli ishaka kwigorora n'Uhoraho.

3Ni bwo Samweli abwiye umuryango wose wa Israheli, ati «Niba mugarukiye Uhoraho n'umutima wanyu wose, nimujugunye kure ibigirwamana by'abanyamahanga na za Ashitaroti; mwerekeze umutima wanyu kuri Uhoraho, abe ari we mukorera wenyine, azabarokora ikiganza cy'Abafilisiti.»

4Nuko Abayisraheli bigizayo za Behali na za Ashitaroti, bakorera Uhoraho wenyine.

5Samweli arababwira ati «Mukoranyirize Abayisraheli bose i Misipa: nanjye uwo munsi nzabatakambira kuri Uhoraho.»

6Nuko bateranira i Misipa, bavoma amazi bayanyanyagiza imbere y'Uhoraho. Uwo munsi basiba kurya maze baravuga bati «Twacumuye kuri Uhoraho.» Nuko Samweli acira Abayisraheli imanza aho ngaho i Misipa.

7Abafilisiti ngo bumve ko Abayisraheli bateraniye i Misipa, abatware babo barazamuka ngo babatere. Abayisraheli babyumvise batinya Abafilisiti.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8Babwira Samweli, bati «Wiceceka, ntudutererane! Takambira Uhoraho Imana yacu, kugira ngo adukize ikiganza cy'Abafilisiti!»

9Nuko Samweli afata umwana w'intama utaracuka, awutura Uhoraho ho igitambo gitwikwa. Ubwo Samweli atakambira Abayisraheli, maze Uhoraho aramwumva.

10Uko Samweli yaturaga igitambo, Abafilisiti begeraga Abayisraheli kugira ngo babarwanye. Uwo munsi ariko, Uhoraho akangaranya bikomeye Abafilisiti, arabatatanya maze Abayisraheli barabatsinda.

11Abayisraheli baherako bava i Misipa, bakurikira Abafilisiti babica inzira yose, kugera bugufi y'i Betikari.

12Maze Samweli afata ibuye, arishinga bukingi hagati ya Misipa na Yeshana; aryita Ebenezeri, ari byo bisobanura ngo 'Ibuye ry'Ubuvunyi'. Ati «Uhoraho yatuvunnye kugeza aha ngaha.»

13Nuko Abafilisiti batsindwa batyo, ntibongera kuvogera igihugu cya Israheli. Igihe cyose Samweli yari akiriho, ikiganza cy'Uhoraho cyakomeje kwibasira Abafilisiti.

14Imigi yose yari yanyazwe n'Abafilisiti, kuva i Ekironi kugera i Gati, igarurirwa Abayisraheli, kandi Israheli inyaga Abafilisiti igihugu cyabo cyose. Kuva ubwo Abayisraheli babana neza n'Abahemori.

15Nuko Samweli aba umucamanza wa Israheli, iminsi yose y'ubugingo bwe.

16Uko umwaka utashye yajyaga i Beteli, i Giligali n'i Misipa, aho hose ari ko acira Abayisraheli imanza.

17Hanyuma akajya asubira iwe i Rama, kuko ari ho yari atuye; akomeza gucira Abayisraheli imanza kandi ahubaka urutambiro rw'Uhoraho.

## Icya mbere cya Samweli 8

### SAMWELI NA SAWULI

#### Abayisraheli bisabira umwami

1Samweli ageze mu zabukuru, yegurira abahungu be ubucamanza kuri Israheli.

2Umuhungu we w'imfura yitwaga Yoweli, naho uw'ubuheta akitwa Abiya, nuko bagacira imanza i Berisheba.

3Ariko abahungu be ntibakurikize amatwara ye, ahubwo bashukwa n'inyungu, bakakira ruswa mu manza kandi bakarenga ku mategeko.

4Abakuru b'imiryango ya Israheli bose barakorana, maze basanga Samweli i Rama.

5Baramubwira bati «Dore urashaje kandi abahungu bawe ntibagukurikiza. None rero utwimikire umwami, ajye atuyobora nko mu yandi mahanga yose.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6 Ibyo bibabaza cyane Samweli, ubwo bavugaga bati «Twimikire umwami ajye atuyobora.» Nuko Samweli atakambira Uhoraho.

7 Uhoraho abwira Samweli, ati «Tega amatwi abo bantu n'ibyo bakubwira byose. Si wowe banze, ahubwo ni jye. Ntibashaka ko mba umwami wabo.

8 Barakugenzereza nk'uko bangenjeje kuva umunsi mbakuye mu Misiri kugeza uyu munsi, ubwo banyimuraga bakayoboka izindi mana.

9 None rero, umva icyo bakubwira; ariko kandi unabasobanurire neza uburyo uwo mwami bashaka azabategeka.»

10 Nuko imbaga yasabaga umwami, Samweli ayisubiriramo amagambo yose Uhoraho yavuze.

11 Arababwira ati «Dore uko umwami musaba azabategeka: azafata abahungu banyu, abagire abanyamagare ye n'abanyamafarasi ye, maze bazajye birukanka imbere y'igare rye.

12 Azabagira abatware b'abantu igihumbi, n'ab'abantu mirongo itanu, abagire abahinzi b'imirima ye n'abasaruzi b'imyaka ye, bamucurire intwaro zo kurwanisha n'ibyuma byo gushyira ku mafarasi ye.

13 Azafata abakobwa banyu ho abakozi b'imibavu, abanyagikoni n'abatetsi b'imigati.

14 Azabatwara imirima yanyu, imizabibu n'imizeti yanyu y'inyamibwa, azabigabire abagaragu be.

15 Azafata umugabane wa cumi w'imbuto zanyu n'uw'imizabibu yanyu, maze abigabire abanyarugo be n'abagaragu be.

16 Azabanyaga abagaragu n'abaja banyu, n'inyamibwa zo mu basore banyu, n'indogobe zanyu, maze abikoreshe imirimo ye.

17 Azafata umugabane wa cumi w'amatungo yanyu, namwe ubwanyu muzahinduke abacakara be.

18 Nuko uwo munsi muzacure imiborogo mutewe n'uwo mwami mwihitiyemo, nyamara uwo munsi Uhoraho ntazabasubiza.»

19 Ariko iyo mbaga yanga kumvira Samweli, baravuga bati «Icyo dushaka ni umwami,

20 kugira ngo natwe tuzamere nk'andi mahangayose. Umwami wacu azatuyobora, azatujye imbere, anaturengere mu ntambara turwana.»

21 Samweli atega amatwi ayo magambo yose ya rubanda, maze ayageza kuri Uhoraho.

22 Nuko Uhoraho abwira Samweli, ati «Bemerere, ubimikire umwami.» Samweli ni ko kubwira Abayisraheli, ati «Nimugende, buri muntu asubire mu mugi we.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Icya mbere cya Samweli 9

### Sawuli ashaka indogobe zazimiye

1Mu muryango wa Benyamini, harimo umugabo witwaga Kishi, akaba umuhungu wa Abiyeli, wa Serori, wa Bekorati, wa Afiyahi, wo mu nzu ya Benyamini, akaba umugabo w'umutunzi.

2Yari afite umuhungu mwiza witwaga Sawuli. Nta musore n'umwe bari bahwanyije uburanga mu Bayisraheli, kandi yabasumbyaga bose umutwe n'intugu.

3Bukeye, indogobe za Kishi, se wa Sawuli, ziza kuzimira, maze Kishi abwira umuhungu we Sawuli, ati «Ufate umwe mu bagaragu bacu, maze mujyane gushaka indogobe zazimiye.»

4Ni ko guhaguruka aragenda, azenguruka umusozi wose wa Efurayimu n'igihugu cyose cya Shalisha ntiyazibona. Ubwo banyura mu gihugu cya Shalimu barazibura, no mu gihugu cya Benyamini ntibagira izo babona.

5Ngo bagere mu gihugu cya Sufu, Sawuli abwira umugaragu we, ati «Ngwino dutahe, hato data adatangira kuduhangayikira kurusha indogobe ze.»

6Umugaragu aramusubiza ati «Muri uriya mugi hari umuntu w'Imana kandi arubashywe, n'ibyo avuze byose birigaragaza. None rero, reka tujyeyo, ahari yagira icyo atubwira kuri ururugendo rwacu.»

7Sawuli abwira umugaragu we, ati «Ngaho tujyeyo, ariko se uwo muntu turamutura iki? Dore nta migati isigaye mu mifuka yacu, kandi nta n'ikindi dufite twatura uwo muntu w'Imana. Turamuha iki rero?»

8Umugaragu yongera kumusubiza, ati «Mfite hano feza nkeya, ingana n'igice cya kane cya sikeli, ndayitura umuntu w'Imana, maze atubwire ibyerekeye urugendo rwacu.»

10Nuko Sawuli abwira umugaragu we, ati «Uvuze neza! Ngwino tujyeyo.» Baherako bajya mu mugi uwo muntu w'Imana atuyemo.

11Igihe bakizamuka bagana mu mugi, bahura n'abakobwa bagiye kuvoma, maze barababaza bati «Umushishozi arahari?»

9 — Kera mu muco w'Abayisraheli, iyo umuntu yagiraga icyo ajya kubaza Imana, yaravugaga ati «Ngwino dusange umushishozi», kuko uwo ubu bita «umuhanuzi», icyo gihe yitwaga «umushishozi.» —

12Abo bakobwa barabasubiza bati «Arahari, ndetse ari aho imbere yanyu. Nimwihute kuko uyu munsi ari bwo akigera mu mugi, none abantu bakaba bagiye kujyana na we mu isengero ry'ahirengeye gutura ibitambo ku mugaragaro.

13Mukigera mu mugi, murahita mumubona atarazamuka ngo ajye ahirengeye. Abantu ntibari burye atari yahagera, kuko ari we ugomba guha umugisha igitambo,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

hanyuma abatumiwe bakabona kurya. Ngaho rero nimugende, muramubona ako kanya.»

14Baherako bajya mu mugi.

### Sawuli ahura na Samweli

Bakinjira bahura na Samweli asohotse ngo ajye gusengera ahirengeye.

15Kandi mbere y'uko Sawuli ahagera, Uhoraho yari yabihishuriye Samweli, agira ati

16«Ejo kuri iyi saha, nzakohereza umugabo wo mu gihugu cya Benyamini, uzamusige amavuta y'ubutore abe umutware w'umuryango wanjye Israheli, kandi azawukize ikiganza cy'Abafilisiti. Kuko namaze kwitegereza umuryango wanjye, kandi ugutakamba kwawo kukaba kwangezeho.»

17Nuko Samweli akirabukwa Sawuli, Uhoraho aramubwira ati «Nguwo wa mugabo nakubwiye: uyu ni we uzategeka umuryango wanjye.»

18Sawuli asanga Samweli ku irembo ry'umugi, maze aramubwira ati «Ndagusabye ngo unyobore aho umushishozi atuye.»

19Samweli asubiza Sawuli, ati «Ni jye mushishozi! Ngwino rero tujyane ahirengeye gusenga, kuko uyu munsi uri busangire nanjye. Ejo mu gitondo uzaba uretse gutaha, kandi nzakubwira ibyo wifuza kumenya byose.

20Naho iby'indogobe zawe zimaze iminsi itatu zizimiye, ntibiguhagarike umutima; zarabonetse. Ubundi se ibyiza byose byo muri Israheli bizigamiwe nde? Si wowe n'inzu ya so ?»

21Maze Sawuli aramusubiza ati «Mbese sindi uwo mu muryango wa Benyamini, ari wo muto mu miryango yose muri Israheli, kandi inzu yanjye si yo isuzuguritse mu mazu yose ya Benyamini? Ni iki rero gitumye umbwira ibyo ngibyo?»

22Samweli aherako afata Sawuli n'umugaragu we, abajyana mu nzu, maze abaha imyanya y'icyubahiro mu batumirwa bageze kuri mirongo itatu.

23Samweli ni ko kubwira umunyagikoni, ati «Zana ifunguro naguhaye ngo uribike.»

24Umunyagikoni azana inyama y'itako n'ibyaryo byose, abihereza Sawuli. Nuko Samweli aravuga ati «Ngurwo uruhisho rwawe, ngaho fungura! Ni wowe byahishiwe, kuko natumiye rubanda ari wowe nteganyiriza.»

25Bamaze gufungura baramanuka bava ahirengeye berekeza mu mugi, nuko bajya ahantu hitaruye hejuru y'inzu, baraganira.

26Hanyuma Sawuli ajya kuryama.

### Samweli asiga Sawuli amavuta y'ubwami

Umuseke ukebye, Samweli ahamagara Sawuli wari ukiri ha hantu hitaruye hejuru y'inzu, aramubwira ati «Haguruka nguherekeze.» Nuko Sawuli arahaguruka, maze

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bombi bajyana hanze y’umugi.

27Bakimanuka ku rubibi rw’umugi, Samweli abwira Sawuli, ati «Bwira umugaragu wawe atambuke.» Nuko abajya imbere. Arongera ati «Naho wowe, ba uhagaze, nkubwire ijambo ry’Imana.»

## Icya mbere cya Samweli 10

1Nuko Samweli afata urwabya rw’amavuta, ayasuka ku mutwe wa Sawuli, aramuhobera, maze aravuga ati «Mbese aho si Uhoraho wagusize, ngo ube umutware w’umuryango we?

2Uyu munsi nitumara gutandukana, urahura n’abagabo babiri hafi y’imva ya Rasheli, ku rubibi rw’igihugu cya Benyamini i Selisa. Bari bukubwire bati ’Indogobe wari wagiye gushaka zarabonetse, kandi so ntagihagaritse umutima kubera indogobe, ahubwo awuhagaritse kubera wowe. Ariho aravuga ati ’Noneho iby’umwana wanjye byo ndabigira nte?’

3Nutirimuka aho ngaho, uzagera ku giti cy’umushishi w’i Taboru. Uzahahurira n’abagabo batatu bazamuka bajya gusenga Imana i Beteli, umwe azaba ahetse abana b’ihene batatu, undi atwaye imigati itatu, naho uwa gatatu yikoreye uruhago rw’uruhu rurimo divayi.

4Bazakuramutsa kandi baguhe n’imigati ibiri: uzayakire.

5Hanyuma uzagera i Gibeya ku musozi w’Imana, aho abatware b’Abafilisiti batuye. Niwinjira aho mu mugi, uzahahurira n’itorero ry’abahanuzi bariho bahanura; baherekejwe n’inanga, ingoma, imyirongi n’imiduri, bava ahirengeye gusenga.

6Nuko umwuka w’Uhoraho uzakuzuremo, uhinduke umuntu mushya, maze nawe utangire guhanura hamwe na bo.

7Ubwo numara kubona ibi bimenyetso, uzakore ikizaba gikwiye, kuko Imana izaba iri kumwe nawe.

8Nyuma y’ibyo, uzantanga i Giligali, naho jye nzamanuka ngusangayo, kugira ngo duture Imana ibitambo bitwikwa n’ibitambo by’ubuhoro. Uzantegereza iminsi irindwi kugeza ko ngusangayo, nkazakumenysha icyo ugomba gukora.»

### Sawuli asubira iwabo

9Uwo munsi, Sawuli agitirimuka aho yari kumwe na Samweli, Imana imushyiramo umutima mushya, na bya bimenyetso byose bihera ko birigaragaza.

10Nuko ageze i Gibeya, itorero ry’abahanuzi riza rimusanga. Umwuka w’Uhoraho umwuzuramo, maze na we aratwarwa, atangira guhanura hamwe na bo.

11Abari bamuzi kuva kera, bamubonye ahanura hamwe n’abandi bahanuzi, baravuga bati «Ni ibiki byabaye kuri mwene Kishi? Sawuli se na we ari mu bahanuzi?»


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12Umwe mu batuye ako karere afata ijambo, agira ati «Mbese abo ni bene nde ?» Ni cyo cyatumye iryo jambo riba nk'umugani, ngo «Sawuli se na we ari mu bahanuzi?»

13Nuko ngo bamare guhanura, Sawuli agera iwabo.

14Se wabo wa Sawuli aramubaza, we n'umugaragu we, ati «Mbese mwari mwaragiye he?» Aramusubiza ati «Twari twaragiye gushaka indogobe zacu; tubonye tuzibuze tujya kwa Samweli.»

15Se wabo wa Sawuli aravuga ati «Ndakwinginze ngo umbwire ibyo Samweli yababwiye.»

16Nuko Sawuli abwira se wabo, ati «Yatubwiye ko indogobe zacu zabonetse.» Ariko ibyerekeye ubwami Samweli yamubwiye, arabimuhisha.

### Sawuli atorerwa kuba umwami wa Israheli bakoresheje ubufindo

17Samweli akoranyiriza rubanda rwose imbere y'Uhoraho i Misipa.

18Nuko abwira Abayisraheli, ati «Dore uko Uhoraho Imana ya Israheli avuze: Ni jye wakuye Israheli mu Misiri, mbakiza ibiganza by'Abanyamisiri n'abami bose bari babashikamiye.

19Ariko none mwebwe mwaretse Imana yanyu, Yo ibakiza mu byago byanyu no mu mibabaro yanyu yose, maze muravuga muti 'Ahubwo twimikire umwami.' None rero, nimwiyereke Uhoraho, mukurikije imiryango n'amazu mukomokamo.»

20Nuko Samweli akoranya imiryango yose ya Israheli, maze hatorwa umuryango wa Benyamini.

21Arongera akoranyiriza hamwe umuryango wa Benyamini, buri nzu ukwayo, maze inzu ya Matiri iba ari yo itorwa. Hanyuma akoranya inzu ya Matiri, umuntu ku wundi; maze hatorwa Sawuli mwene Kishi, ariko bamushatse baramubura.

22Nuko babaza Uhoraho, bati «Mbese yaba yaje hano?» Uhoraho arabasubiza ati «Nguriya aho yihishe bugufi y'imitwaro.»

23Bagenda biruka baramuzana, ahagarara hagati ya rubanda: yanabasumbyaga bose umutwe n'intugu.

24Samweli ni ko kubwira rubanda, ati «Mbese mwabonye uwo Uhoraho yatoranyije kubabera umwami? Nta n'undi uhwanye na we muri rubanda rwose!» Nuko baterera hejuru icyarimwe bavuga bati «Harakabaho umwami!»

25Samweli aherako abasobanurira imihango yose y'ubwami, ayandika mu gitabo, agishyira imbere y'Uhoraho. Nuko asezerera rubanda, buri muntu ajya iwe.

26Sawuli na we ajya iwabo i Gibeya, ashagawe n'ingabo zatowe n'Imana.

27Ariko bamwe b'ibiburabwenge baravuga bati «Mbese uyu nguyu azadukiza ate?»


© 2012, Bible Society of Rwanda.

Baramusuzugura, ndetse banga no kumuha amaturo. Ibyo ariko Sawuli ntiyabyitaho.

## Icya mbere cya Samweli 11

### Sawuli atsinda Abahamoni

1Nahashi w'Umuhamoni arazamuka atera Yabeshi y'i Gilihadi. Ab'i Yabeshi bose baramubwira bati «Tugirane nawe isezerano, maze tuzagukorere.»

2Nahashi w'Umuhamoni arabasubiza ati «Ndemera ko tugirana isezerano, buri wese muri mwe niyemera ko munogoramo ijisho ry'iburyo, maze ngakoza isoni Israheli yose.»

3Abakuru b'i Yabeshi baramubwira bati «Tugusabye iminsi irindwi, twohereze intumwa mu gihugu cyose cya Israheli, niharamuka habuze uwadutabara, tuzakuyoboka.»

4Nuko izo ntumwa zigera i Gibeya aho Sawuli yari atuye, zibasubirira muri ayo magambo. Nuko rubanda ngo babyumve, baraturika bararira.

5Ako kanya Sawuli aza akurikiye ibimasa bye abivanye mu murima, arabaza ati «Aba bantu bararizwa n'iki?» Bamutekerereza ibyo abo bantu b'i Yabeshi bari bamaze kubabwira.

6Sawuli ngo yumve ayo magambo, umwuka w'Uhoraho umwuzuramo, maze afatwa n'uburakari bwinshi.

7Afata ibimasa bibiri abitemamo ibice, abiha izo ntumwa ngo zibijyane mu gihugu cyose cya Israheli, zigenda zivuga ziti «Utazatabarana na Sawuli na Samweli, dore uko ibimasa bye bizagenzwa!» Nuko Uhoraho abahindisha umushyitsi, bagira ubwoba, bahagurukira icyarimwe.

8Bateranira i Bezeki, Sawuli arabitegereza asanga Abayisraheli ari ibihumbi magana atatu, naho Abayuda ari ibihumbi mirongo itatu.

9Nuko babwira za ntumwa, bati «Mubwire abantu b'i Yabeshi ya Gilihadi, muti 'Ejo ku manywa y'ihangu muzatabarwa.'» Intumwa ziraza zibimenyesha ab'i Yabeshi, nuko birabanezereza cyane.

10Ab'i Yabeshi babwira Abahamoni, bati «Kuva ejo tuzabayoboka, maze mudukoreshe icyo mushaka.»

11Nuko bukeye bwaho, Sawuli agabanya abantu mo amatsinda atatu. Binjira mu ngando butari bwacya, bica Abahamoni kugeza ku manywa y'ihangu. Abacitse ku icumu baratatana, ntibongera guhura ukundi.

12Rubanda babwira Sawuli, bati «Ni bande bavuze ngo 'Harya Sawuli ni we uzadutegeka?' Tugabize abo bantu maze tubice.»

13Ariko Sawuli arababwira ati «Nta muntu uri bwicwe kuri uyu munsi, kuko uyu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

munsi Uhoraho yatabaruye Israheli.»

14Samweli abwira rubanda, ati «Nimuze tujye i Giligali, maze tuvugurure ubwami.»

15Bose bajya i Giligali, bahimikira Sawuli imbere y'Uhoraho, bahaturira ibitambo by'ubuhoro, maze Sawuli n'Abayisraheli bose bahagirira ibirori bikomeye.

## Icya mbere cya Samweli 12

### Samweli asezera ku Bayisraheli

1Samweli abwira Abayisraheli bose, ati «Dore numvise ibyo mwambwiye byose, maze mbimikira umwami ngo abategeke.

2None rero, nguyu umwami uzabajya imbere. Jye dore ndashaje, maze kumera imvi, n'abahungu banjye muri kumwe. Muzi ko nabagendaga imbere, guhera mu buto bwanjye kugera uyu munsi.

3Ngaha ndi hano! Nimunshinje imbere y'Uhoraho n'imbere y'uwo yasize: ni nde naba naranyaze ikimasa cye cyangwa indogobe ye? Ni nde nariganyije cyangwa nakandamije? Ni nde naba narahatiye kumpa ibiguzi ngo mbonereho kwirengagiza ibibi yakoze? Nihagira uboneka, nzabimuriha.»

4Baramusubiza bati «Nta cyo waturiganyijeho, nta we wakandamije, ndetse nta n'uwo wahatiye kuguha ibiguzi.»

5Arababwira ati «Uhoraho n'uwo yiyimikiye, ni bo bagabo bo guhamya ko nta kibi mwambonyeho uyu munsi.» Baravuga bati «Koko Uhoraho ni we muhamya.»

6Nuko Samweli abwira rubanda, ati «Uhoraho ubwe wakoresheje Musa na Aroni, maze akavana abasokuruza banyu mu gihugu cya Misiri, ni we ubihamya!

7None rero, nimuhaguruke mbasubirire mu bikorwa by'ubudahemuka Uhoraho yujurije imbere yanyu n'imbere y'abasokuruza banyu.

8Ubwo Yakobo yageraga mu Misiri, Abanyamisiri barabatoteje. Ni bwo abasokuruza banyu batakambiye Uhoraho, abohereza Musa na Aroni, bavana abasokuruza banyu mu Misiri, babatuza muri iki gihugu.

9Ariko baje kwibagirwa Uhoraho Imana yabo, abagabiza Sisera umugaba w'ingabo za Hasori, Abafilisiti n'umwami w'i Mowabu, nuko babateza intambara.

10Bukeye, batakambira Uhoraho, bavuga bati 'Twaracumuye kuko twaretse Uhoraho, tukayoboka imana z'abanyamahanga, ari zo za Behali na za Ashitaroti. None rero, udukize ibiganza by'abanzi bacu, maze tugukorere.'

11Nuko Uhoraho abohereza Yerubehali, Baraki, Yefute na Samweli, abakiza abanzi banyu impande zose, mutura mu gihugu cyanyu mu mahoro.

12Ariko aho muboneye Nahashi, umwami w'Abahamoni abateye, murambwira muti

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

’Reka da! Nihabeho umwami, azatuyobore!’ Nyamara Uhoraho Imana yanyu, ni we mwami wanyu.

13None rero, nguyu umwami mwihitiyemo kandi mwisabiye; dore Uhoraho abahaye umwami!

14Nimutinya Uhoraho, mukamukorera, mukumva ijwi rye, mugakurikiza amategeko ye, mwebwe n’umwami wanyu muzakomeza mutyo gukurikira Uhoraho, Imana yanyu.

15Ariko nimutumva ijwi ry’Uhoraho, ntimukurikize amategeko ye, ikiganza cy’Uhoraho kizabahana, nk’uko cyagenjereje abasokuruza banyu.

16Ikindi kandi, nimugume hano murebe ikintu gikomeye Uhoraho agiye gukorera mu maso yanyu.

17Mbese ubu si igihe cy’isarura ry’ingano ? Ngiye gusaba Uhoraho ahindishe inkuba, agushe imvura, maze mumenyereho ko ububi bwanyu bwabaye bwinshi imbere y’Uhoraho, ubwo mwasabaga umwami.»

18Samweli asaba Uhoraho, ahindisha inkuba, agusha imvura, nuko uwo munsi rubanda batinya Uhoraho na Samweli.

19Rubanda babwira Samweli, bati «Twingingire Uhoraho, Imana yawe, twoye gupfa, kuko ku byaha byacu twongereyeho icyo kwisabira umwami.»

20Samweli arababwira ati «Mwitinya! Koko ibyo bibi byose ni mwe mwabikoze, nyamara ntimukitarure Uhoraho, ahubwo nimumukorere n’umutima wanyu wose.

21Ntimukamujye kure, kuko byaba ari ugukurikira ibigirwamana bitagira umumaro kandi bitagira icyo byabakiza, kubera ko na byo ubwabyo ari ubusa.

22Koko rero, Uhoraho ntazatererana abantu be kubera izina rye rikomeye, kuko yagambiriye kubagira umuryango we.

23Naho ku binyerekeyeko, nti bikabeho ko ncumura kuri Uhoraho, nkarorera kubasabira. Nzabayobora inzira nziza kandi itunganye.

24Nyamara, mujye mutinya Uhoraho kandi mumukorere n’umutima wanyu wose, murebe ibyiza bikomeye yabagiriye!

25Ariko nimukomeza gucumura, muzarimbuka hamwe n’umwami wanyu.»

## Icya mbere cya Samweli 13

### Sawuli atera Abafilisiti

1Sawuli yari afite imyaka , ubwo yimye ingoma. Yategetse Israheli imyaka
Bukeye yitoranyiriza abantu ibihumbi bitatu muri Israheli: ibihumbi bibiri
bari kumwe na we i Mikimasi no ku musozi wa Beteli, abandi igihumbi bari kumwe


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

na Yonatani i Gibeya yo kwa Benyamini. Naho rubanda basigaye arabasezerera, buri muntu ataha iwe.

3Yonatani atsinda umwe mu batware bategekera Abafilisiti wari utuye i Gibeya, nuko Abafilisiti barabimenya. Hanyuma Sawuli ategeka ko bavuza ihembe mu gihugu cyose, agira ati «Abahebureyi babyumve!»

4Israheli yose yumva ko Sawuli yatsinze umutware w'Abafilisiti, kandi ko Abafilisiti barakariye cyane Israheli. Nuko rubanda rwose barakorana, bakurikira Sawuli i Giligali.

5Abafilisiti na bo barakorana ngo barwanye Israheli. Bari bafite amagare ibihumbi mirongo itatu, abanyamafarasi ibihumbi bitandatu, n'igitero cy'abantu benshi bangana n'umusenyi wo ku nkombe y'inyanja. Barazamuka ngo bace ingando i Mikimasi, mu burasirazuba bwa Betaveni.

6Abayisraheli babonye ko bari mu kaga, kuko Abafilisiti bari babasatiriye, bihisha mu buvumo, mu myobo, mu bitare, mu bisimu no mu mariba.

7Ndetse bamwe bambuka Yorudani, kugira ngo bahungire mu gihugu cya Gadi n'icya Gilihadi.

### Sawuli arakaza Samweli

Naho Sawuli yari akiri i Giligali, rubanda rwose bari kumwe na we bahinda umushyitsi.

8Sawuli ahamara iminsi irindwi ategereje Samweli, nk'uko bari babyumvikanyeho, ariko Samweli ntiyaza i Giligali. Nuko abantu baratatana, batangira kumushiraho.

9Ni bwo Sawuli avuze ati «Nimunzanire igitambo gitwikwa, hamwe n'ibitambo by'ubuhoro.» Aherako atura igitambo gitwikwa.

10Akimara gutura igitambo gitwikwa, Samweli arahatunguka. Nuko Sawuli ajya kumusanganira ngo baramukanye.

11Samweli aramubaza ati «Ibyo wakoze ni ibiki?» Sawuli aramusubiza ati «Nabonye abantu bose banshizeho batatanye, mbonye nawe ubwawe utaje mu gihe twasezeranye, kandi Abafilisiti bamaze gukoranira i Mikimasi,

12ndibwira nti 'Ubu ngubu Abafilisiti bagiye kumfatira i Giligali, kandi ntari nurura Uhoraho.' Nuko niyemeza kumutura igitambo gitwikwa.»

13Samweli abwira Sawuli, ati «Wahubutse! Ntiwakurikije itegeko Uhoraho Imana yawe yaguhaye. Nyamara, Uhoraho yari gukomeza ubwami bwawe kuri Israheli iteka ryose.

14Ariko noneho, ubwami bwawe ntibuzaramba. Uhoraho yamaze kwishakira undi muntu ashyizeho umutima, kandi ni we yashyizeho ngo abe umwami w'umuryango we, kuko utumviye icyo Uhoraho yagutegetse.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Samweli ashyiranzira ava i Giligali.

### Sawuli yitegura kurwana

Sawuli ajyana n'abari basigaranye na we, bava i Giligali berekeza i Geba yo kwa Benyamini, kugira ngo bahasange ingabo ze zindi. Ubwo Sawuli abara abantu basigaranye na we, asanga bagera kuri magana atandatu.

16Sawuli n'umuhungu we Yonatani n'abari kumwe na bo, baguma i Geba yo kwa Benyamini, naho Abafilisiti baca ingando i Mikimasi.

17Bukeye, Abafilisiti basohoka mu ngando, bigabanyamo amatsinda atatu: irya mbere ryerekeza Ofura mu gihugu cya Shuwali,

18irya kabiri rijya i Betihoroni, naho irya gatatu ryerekeza ku rugabano ruri hejuru y'ikibaya bita icy'impyisi, giteganye n'ubutayu.

19Icyo gihe nta mucuzi wari ukirangwa mu gihugu cyose cya Israheli, kuko Abafilisiti bavugaga bati «Abayisraheli ntibagomba kwicurira amacumu n'inkota.»

20Abayisraheli bose bagombaga kujya mu Bafilisiti, kugira ngo buri wese atyarishe umuhoro we, isuka ye, intorezo ye cyangwa itindo ye.

21Uko gutyaza kwarihishwaga bibiri bya gatatu bya sikeli ku muhoro, intorezo, amasuka, maze bigasubirana ubugi bwabyo.

22Ni yo mpamvu ku munsi w'urugamba, nta nkota cyangwa icumu byarangwaga mu ngando za Sawuli na Yonatani, keretse bo bonyine ni bo bari babyitwaje.

23Nuko ingabo z'Abafilisiti zirasohoka, zijya mu nzira y'imfunganwa igana i Mikimasi.

## Icya mbere cya Samweli 14

### Yonatani arwanya Abafilisiti

1Umunsi umwe, Yonatani mwene Sawuli abwira uwamutwazaga intwaro ze, ati «Ngwino twambuke tujye mu ngando y'abafilisiti iri hakurya hariya.» Ariko ntiyabibwira se.

2Sawuli yari yicaye hafi y'urugabano rw'i Geba, mu nsi y'igiti cyari i Migironi. Yari kumwe n'abantu magana atandatu.

3Ahiya, mwene Ahitubi, umuvandimwe wa Ikabodi mwene Pinehasi, mwene Heli umuherezabitambo w'Uhoraho i Silo, yari atwaye uruhago rw'amabuye y'ubufindo. Ariko rubanda ntibari bazi ko Yonatani yagiye.

4Hagati aho, Yonatani ashaka kwambuka inzira y'imfunganwa ngo agere ku ngando y'Abafilisiti. Muri iyo nzira hakaba igitare gifite iryinyo rimwe mu ruhande rumwe, irindi mu rundi, rimwe rikitwa Bosesi, irindi rikitwa Sene.

5Rimwe muri ayo menyo y'icyo gitare ryari rihagaze ryerekeje mu majyaruguru,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ahateganye na Mikimasi; irindi ryerekeje mu majyepfo, ahateganye na Geba.

6Yonatani abwira uwo muntu wamutwazaga intwaro, ati «Ngwino twambuke, tugere ku ngando ya ziriya ntagenywe, wenda Uhoraho araturwanirira; kuko twaba benshi cyangwa se bake, ntacyabuza Uhoraho kuduha gutsinda.»

7Uwo muntu aramusubiza ati «Genda, ukore icyo watekereje, kandi nanjye ndi kumwe nawe; ndakora icyo umutima wawe wifuza.»

8Yonatani aramubwira ati «Dore ubu turagenda tugana aho bari, maze abantu baho batubone.

9Nibatubwira bati ’Nimuhagarare! Mutegereze ko tubegera’, tugume hamwe twoye kubasatira.

10Ariko nibavuga bati ’Nimuze hano’, turaherako tubasanga, kuko Uhoraho aba abatugabije. Ni cyo kitubera ikimenyetso.»

11Nuko bombi bigaragariza abazamu b’Abafilisiti. Abafilisiti bababonye, barabwirana bati «Dore Abahebureyi basohotse mu myobo aho bari bihishe.»

12Abazamu bararengereza bahamagara Yonatani n’umutwaje intwaro, bati «Nimuze hano, tugire icyo tubabwira.» Yonatani abwira wa muntu we, ati «Nkurikira, kuko Uhoraho yabagabije ibiganza by’Abayisraheli.»

13Nuko Yonatani arazamuka, akoresheje amaboko n’amaguru, na wa muntu umutwaje intwaro amukurikiye. Nuko Yonatani akagenda yararika Abafilisiti, umutwaje intwaro akajya agenda abasonga inyuma ye.

14Muri urwo rugamba rwa mbere rwa Yonatani n’umutwaje intwaro, hagwa abantu makumyabiri ahantu hatoya cyane.

15Maze mu ngando, mu misozi yose no mu bantu bose igikuba kiracika, abazamu n’ingabo zose bakuka umutima, isi ihinda umushyitsi, ari Imana ibakangaranyije.

### Abafilisiti bahunga

16Intasi za Sawuli zari i Geba ya Benyamini zarabirebaga, zibona inteko z’abantu banyuranamo basohoka.

17Nuko Sawuli abwira abantu bari kumwe na we, ati «Nimuhamagaze abantu, murebe niba hari uwo muri twe wagiye.» Barabahamagara: haburamo Yonatani n’umutwaza intwaro ze.

18Sawuli abwira Ahiya, ati «Zana hano uruhago rw’ubufindo», kuko icyo gihe ari we wari urushinzwe mu Bayisraheli.

19Uko Sawuli avugana n’umuherezabitambo, umuhindagano ukarushaho kwiyongera mu ngando y’Abafilisiti. Nuko Sawuli abwira umuherezabitambo, ati «Rekerahotubyihorere!»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[20]Sawuli n'abantu bari kumwe na we barakorana, maze bajya ku rugamba. Bagezeyo, basanga Abafilisiti ubwabo bakuye inkota basubiranamo, biba urujijo rukabije.

[21]Abahebureyi bari basanzwe bakorera Abafilisiti, bari aho mu ngando, barahindukira bifatanya n'Abayisraheli bari kumwe na Sawuli na Yonatani.

[22]Ndetse n'Abayisraheli bose bari bihishe mu misozi y'i Efurayimu, bumvise ko Abafilisiti bahunze, na bo bava mu bwihisho barabakurikira bajya kubarwanya.

[23]Uwo munsi Uhoraho aha Israheli gutsinda, nuko intambara irakomeza isingira no hirya ya Betihoroni.

### Yonatani arenga ku ndahiro ya se, ariko atabizi

[24]Abayisraheli barahababariye cyane uwo munsi, kuko Sawuli yari yihanangirije rubanda mu ndahiro, ati «Havumwe umuntu ugira icyo arya butaragoroba, mbere y'uko mara kwihorera ku banzi banjye!» Nta n'umwe muri bo wari wagize icyo akoza ku munwa.

[25]Ubwo ingabo zose ziza kugera mu ishyamba, ryarimo ubuki bushongera hasi ku butaka.

[26]Ngo binjire muri rya shyamba, babona uwo mushongi w'ubuki. Ntihagira n'umwe utinyuka no gukoza intoki ku munwa, kuko bangaga kurenga ku ndahiro.

[27]Ariko Yonatani we, mu gihe se yarahiraga abantu, nta bwo yari yabyumvise. Nuko akoza isonga y'inkoni yari yitwaje muri bwa buki, akozaho intoki aratamira, maze amaso ye arushaho kureba cyane.

[28]Umwe mu bo bari kumwe aramubwira ati «So yihanangirije rubanda mu ndahiro ngo 'Ugira icyo arya uyu munsi avumwe.' None abantu bishwe n'inzara.»

[29]Yonatani aravuga ati «Data yagiriye abantu nabi; nimurebe ngo aho mariye kurya kuri buriya buki, amaso yanjye ararushaho kureba neza!

[30]Mbese uyu munsi, iyo abantu bajya kurya ku byo basahuye abanzi babo, ntitwari kuba twabonye imbaraga, tukarushaho kumara Abafilisiti?»

### Igicumuro cya rubanda

[31]Uwo munsi bakomeza gutsinda Abafilisiti, kuva i Mikimasi kugera Ayaloni, ariko kubera ko rubanda bari bamaze kunanirwa cyane,

[32]baherako biyahura ku minyago. Bafata amatungo magufi, ibimasa n'inyana, babisogotera ku butaka maze babiryana amaraso.

[33]Baza kubwira Sawuli, bati «Dore rubanda bacumuye kuri Uhoraho, kuko baryana inyama n'amaraso!» Sawuli aravuga ati «Muri abagambanyi! Ngaho nimuhirike ibuye rinini murinzanire hano!»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

34Nuko Sawuli aravuga ati «Nimukwire muri rubanda bose mubabwire muti ’Buri
muntu anzanire ikimasa cye cyangwa intama ye, mubyicire hano, hanyuma murye,
aho gucumura kuri Uhoraho muryana inyama n’amaraso.’» Muri iryo joro, buri
muntu muri rubanda azana itungo rye, maze bayabagira aho ngaho.

35Sawuli aherako yubakira Uhoraho urutambiro, ari na rwo rwa mbere yari yubakiye
Uhoraho.

### Abayisraheli bakiza Yonatani

36Nuko Sawuli aravuga ati «Tumanuke dukurikire Abafilisiti muri iri joro, tubice
kugeza ko bucya, twoye gusigaza n’umwe.» Baramusubiza bati «Ukore uko ushaka
kose.» Nyamara umuherezabitambo arababwira ati «Nimwigire hino tubanze
twegere Imana.»

37Sawuli ni ko kubaza Imana, ati «Mbese nkomeze nkurikirane Abafilisiti, waba
wabagabije ikiganza cy’Abayisraheli?» Ariko uwo munsi, Imana ntiyagira icyo
imusubiza.

38Sawuli aravuga ati «Batware b’umuryango mwese, nimwigire hino! Mugerageze
kwibukiranya icyaha cyaba cyakozwe uyu munsi.

39Mbarahiye Uhoraho, Umukiza wa Israheli, ko n’aho yaba ari umuhungu wanjye
Yonatani wacumuye, agomba gupfa nta kabuza.» Ntihagira n’umwe muri rubanda
ugira icyo amusubiza.

40Ni ko rero kubwira Abayisraheli, ati «Mwebwe, mujye mu ruhande rumwe, naho
jye n’umuhungu wanjye Yonatani turajya mu rundi.» Baramusubiza bati «Ukore icyo
ubona kigutunganiye.»

41Nuko Sawuli abwira Uhoraho, ati «Mana ya Israheli, erekana aho ukuri
guhererereye.» Maze bakora ubufindo, icyaha gihama Sawuli na Yonatani, naho
rubanda barakira.

42Sawuli arongera aravuga ati «Noneho, ngaho nimufindure nyir’ugucumura, niba ari
jye cyangwa se umuhungu wanjye Yonatani.» Nuko icyaha gihama Yonatani.

43Ni bwo Sawuli abwiye Yonatani, ati «Ntekerereza ibyo wakoze.» Yonatani
arabimubwira, agira ati «Ni byo koko, nariye ku buki bwaje ku isonga y’inkoni nari
nitwaje. None rero nta kundi niteguye gupfa.»

44Sawuli aravuga ati «Imana irampane bikomeye, nuramuka utishwe, wowe
Yonatani!»

45Rubanda babwira Sawuli, bati «Mbese Yonatani yapfa ate, kandi ari we watabaruye
Israheli? Ibyo byaba ishyano kuri Uhoraho. Nuko rero, nta gasatsi ko ku mutwe we
kazagwa hasi, kuko ibyo yakoze uyu munsi byose yabikoze afatanyije n’Imana.» Uko
ni ko rubanda bakijije Yonatani, maze ntiyapfa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

46Nuko Sawuli arazamuka, areka gukurikirana Abafilisiti, kandi n'Abafilisiti basubira mu gihugu cyabo.

### Abo Sawuli yatsinze — Umuryango we

47Sawuli yamaze kuba umwami wa Israheli, ashyamirana n'abanzi be b'impande zose, arwana na Mowabu, n'Abahamoni n'Abanyedomu, n'umwami w'i Shoba, n'Abafilisiti, kandi aho yaganaga hose yabagiriraga nabi.

48Yagaragaje ubutwari bwe igihe atsinze Amaleki, akarokora Israheli mu kiganza cy'uwari warayigaruriye.

49Abahungu ba Sawuli bari Yonatani, Ishyo na Malekishuwa, naho abakobwa be, uw'imfura yitwaga Meraba, umuhererezi akitwa Mikali.

50Umugore wa Sawuli yitwaga Ahinowamu, umukobwa wa Ahimasi, naho umugaba w'ingabo ze akitwa Abuneri, mwene Neri se wabo wa Sawuli.

51Kishi se wa Sawuli, na Neri se wa Abuneri, bari bene Abiyeli.

52Ku ngoma ya Sawuli yose, intambara yakomeje kuba urudaca cyane ku Bafilisiti, kandi Sawuli iyo yabonaga umuntu w'intambara kandi w'intwari, yamushyiraga mu ngabo ze.

## Icya mbere cya Samweli 15

### Sawuli yongera gucumura

1Samweli abwira Sawuli, ati «Ni jyewe Uhoraho yohereje kugusiga, ngo ube umwami wa Israheli, umuryango we. Tega amatwi rero ijwi ry'Uhoraho n'amagambo ye.

2Uhoraho Umushoborabyose aravuze ati 'Nigiriye inama yo guhana Amaleki kubera ibyo yagiriye Abayisraheli, bababuza inzira igihe bavaga mu Misiri.

3Ubu rero genda urimbure Amaleki, uzarimbure ibyo batunze byose, ntuzagire na kimwe usigaza. Uzice abagabo n'abagore, abana bato n'abakiri ku ibere, inka n'intama, ingamiya n'indogobe.'»

4Nuko Sawuli ahamagaza ingabo ze ziteranira i Telayimu, arazibara, asanga ari abantu ibihumbi magana abiri bagenza ibirenge, naho Abayuda bari ibihumbi cumi.

5Ngo agere mu mugi wa Amaleki, Sawuli ajya mu kibaya cy'uruzi maze arubikira.

6Sawuli abwira Abakeniti, ati «Mwe nimugende, muve mu bantu ba Amaleki, kuko byaba bibabaje kubicana na bo, kandi mwebwe mwaragiriye neza Abayisraheli igihe bavaga mu Misiri.» Nuko Abakeniti bitarura Abamaleki.

7Sawuli rero yica Abamaleki, ahereye i Havila kugeza i Shuri, ahateganye na Misiri.

8Afata mpiri Agagi, umwami w'Abamaleki, maze rubanda rwose arabarimbura, abamarira ku nkota.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Ariko Sawuli n'ingabo ze, ntibagira icyo batwara Agagi n'amatungo meza yo mu mashyo ye. Ibyari byiza byose, ari amatungo magufi, ari amaremare, byo ntibagira icyo babitwara. Nyamara ibindi bintu byose bidafite agaciro, barabirimbura.

### Imana itererana Sawuli

10Uhoraho ni ko kubwira Samweli muri aya magambo ati

11«Ndicuza icyatumye mpa Sawuli ubwami, kuko yantengushye ntakurikize amategeko yanjye.» Nuko Samweli biramubabaza cyane, arara atakambira Uhoraho ijoro ryose.

12Samweli abyuka mu gitondo cya kare, kugira ngo ajye gusanganira Sawuli. Baza kumubwira bati «Sawuli yageze i Karumeli ahishingira urwibutso, hanyuma aramanuka, akomeza ajya i Giligali.»

13Nuko Samweli amusangayo, maze Sawuli aramubwira ati «Gira amahoro y'Uhoraho! Amategeko y'Uhoraho nayakurikije.»

14Ariko Samweli aramubaza ati «Ko numva imihebebo, nkumva imyabiro, ni iby'iki?»

15Sawuli aramusubiza ati «Ni amatungo twavanye Amaleki, kuko ingabo zarokoye ay'inyamibwa mu nka no mu ntama, kugira ngo babitureho igitambo Uhoraho, Imana yawe. Naho ibindi byose twabirimbuye.»

16Ariko Samweli abwira Sawuli, ati «Ibyo birahagije. Reka nanjye nkubwire ibyo Uhoraho yamenyesheje iri joro.» Sawuli aramubwira ati «Ngaho mbwira.»

17Nuko Samweli aravuga ati «N'ubwo wigaya nawe ubwawe, ese ubundi nturi umutware w'imiryango ya Israheli? Uhoraho yagusigiye kuba umwami wa Israheli.

18Uhoraho yakohereje ku rugamba, maze arakubwira ati 'Genda urimbure bariya Bamaleki b'abanyabyaha! Ubarwanye kugeza igihe ubatsembye bose, hatasigara n'umwe'.

19None ni iki cyaguteye kutumvira Uhoraho? Ni iki cyatumye ufata iminyago, maze ugakora ikidashimisha Uhoraho?»

20Sawuli asubiza Samweli, ati «Numviye ijwi ry'Uhoraho, kuko nagabye igitero aho yanyohereje, nkazana Agagi umwami w'Amaleki, naho Amaleki ubwayo nkayirimbura.

21Rubanda bafashe ku minyago iby'inyamibwa ku byagombaga kurimburwa, ari ku matungo magufi ari no ku maremare, kugira ngo babitureho igitambo Uhoraho Imana yawe, i Giligali.»

22Ariko Samweli aramubwira ati «Ugira ngo Uhoraho yishimira ibitambo bitwikwa n'ibindi bitambo, nk'uko ashimishwa n'uwumvira amategeko ye? Oya da! Kumvira biruta igitambo icyo ari cyo cyose, no kwitonda bigasumba kure ibinure bya za

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

rugeyo.

23Naho kwinubira Imana kukareshya n'icyaha cyo kuraguza, no kutava ku izima kukareshya n'ubupfumu. None rero, kubera ko wanze kumvira amategeko y'Uhoraho, nawe yakwangiye gukomeza kuba umwami.»

### Sawuli asaba imbabazi, ntazihabwe

24Sawuli abwira Samweli, ati «Nacumuye, naciye ku itegeko ry'Uhoraho, no ku magambo yawe. Nabitewe n'ubwoba nagize kubera rubanda, maze ndabumvira.

25None rero, ndakwinginze umbabarire icyaha cyanjye, maze tujyane kugira ngo ninginge Uhoraho.»

26Samweli aramusubiza ati «Nta bwo njyana nawe; kuko wanze kumvira ijambo ry'Uhoraho, na we yakwanze: nta n'ubwo ukiri umwami wa Israheli!»

27Nuko Samweli ahindukiye ngo agende, Sawuli asingira ikinyita cy'umwambaro we, maze kiracika.

28Samweli aramubwira ati «Uhoraho uyu munsi yakunyaze ubwami bwa Israheli, abuha undi yihitiyemo ukuruta ubwiza.

29Ikindi kandi, Uhoraho, Imana ya Israheli ntiyivuguruza kandi ntiyicuza icyo yakoze, kuko atari umuntu ngo akeneye kwisubiraho.»

30Sawuli aravuga ati «Nacumuye! None ariko ndakwinginze, unyubahirize imbere y'abakuru b'umuryango wanjye n'imbere ya Israheli: tugarukane kugira ngo ninginge Uhoraho, Imana yawe.»

31Nuko Samweli arahindukira barajyana, maze Sawuli yinginga Uhoraho.

32Nuko Samweli aravuga ati «Nimunzanire hano Agagi, umwami w'Amaleki.» Agagi ngo abyumve aza yishimye, yibwira ati «Ni ukuri koko, ubanza ahari ntagipfuye.»

33Samweli aravuga ati «Nk'uko inkota yawe yambuye abagore abana babo, ni na ko nyoko na we azamburwa umwana we, mu bandi bagore.» Aherako yica Agagi, imbere y'Uhoraho i Giligali.

34Hanyuma Samweli ajya iwe i Rama, na Sawuli arazamuka ataha i Gibeya ya Sawuli.

35Kuva ubwo Samweli ntiyongera kubonana na Sawuli kugeza ubwo apfuye; ahubwo yakomeje kumuririra, kuko Uhoraho yicuzaga ko yagize Sawuli umwami wa Israheli.

## Icya mbere cya Samweli 16

### Samweli yimika Dawudi ngo abe umwami wa Israheli

1Uhoraho abwira Samweli, ati «Uzakomeza kuririra Sawuli kugeza ryari, kandi nanjye ubwanjye naramuzinutswe, akaba atazongera kuba umwami wa Israheli? Uzuza amavuta ihembe ryawe maze ugende! Nkohereje kwa Yese w'i Betelehemu,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kuko nabonye umwami nshaka mu bahungu be.»

2Samweli aravuga ati «Nzajyayo nte? Sawuli nabyumva azanyica.» Uhoraho aramubwira ati «Ujyane inyana, maze uzavuge uti 'Nzanywe no gutura Uhoraho igitambo.'

3Nujya gutura igitambo, uzahamagare Yese. Ni jyewe ubwanjye uzakwereka icyo ugomba gukora, uwo nzakwereka uzamunsigira amavuta.»

4Samweli agenza uko Uhoraho yamubwiye. Ageze i Betelehemu, abakuru b'umugi bamusanganira badagadwa, maze baramubaza bati «Mbese uzanywe n'amahoro?»

5Samweli arabasubiza ati «Nzanywe n'amahoro? Nje gutura Uhoraho igitambo. Nimwitagatifuze maze duturane igitambo.» Nuko atagatifuza Yese n'abahungu be, maze abatumira mu gitambo.

6Bamaze kuhagera, Samweli ngo arabukwe umuhungu wa Yese witwa Eliyabu, aribwira ati «Nta kabuza, uwo Uhoraho yatoye ageze imbere ye!»

7Uhoraho abwira Samweli, ati «Ntukangwe n'imisusire ye cyangwa n'igihagararo cye; jye si we natoye, simushaka: kuko Uhoraho atareba nk'abantu, bo bareba imisusire, naho Uhoraho akareba umutima.»

8Yese ahamagara Abinadabu, amuhagarika imbere ya Samweli, ariko Samweli atera hejuru avuga ati «Uyu nguyu na none si we Uhoraho yatoye.»

9Yese amwereka Shama, maze Samweli aravuga ati «Uyu na none si we Uhoraho yatoye.»

10Yese amwereka abahungu be barindwi, Samweli ati «Nta we Imana yatoye muri bo.»

11Ubwo Samweli abaza Yese, ati «Mbese abahungu bawe ni aba ngaba bonyine?» Yese aramusubiza ati «Hari umuhererezi, akaba aragiye amatungo.» Samweli ni ko kubwira Yese, ati «Tuma bajye kumuzana, kuko tutari bujye ku meza atageze hano.»

12Yese amutumaho. Uwo muhungu yari inzobe, akagira mu maso hateye ubwuzu kandi n'igihagararo cye cyizihiye. Uhoraho abwira Samweli, ati «Haguruka umusige amavuta, kuko ari we natoye.»

13Samweli afata ihembe ry'amavuta, amusigira hagati y'abavandimwe be, maze umwuka w'Imana wuzura muri Dawudi guhera uwo munsi. Samweli akomeza urugendo agana i Rama.

### Dawudi akorera Sawuli

14Icyo gihe umwuka w'Imana wari wavuye muri Sawuli, kandi umwuka mubi utumwe n'Uhoraho wamubuzaga uburyo.

15Abagaragu be baramubwira bati «Dore umwuka mubi utumwe n'Imana, ni wo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ukubuza uburyo.

16None shobuja, abagaragu bawe ngaba imbere yawe: tegeka ko bagushakira umucuranzi kugira ngo ugubwe neza.»

17Nuko Sawuli abwira abagaragu be, ati «Nimunshakire rero umuntu uzi gucuranga neza, maze mumunzanire!»

18Bukeye, umwe muri bo aramubwira ati «Nabonye umuhungu wa Yese w'i Betelehemu, azi gucuranga neza; ni umusore w'intwari kandi uzi kurwana, avugana ubwitonzi kandi akaba umuntu w'igikundiro. Uhoraho ari kumwe na we.»

19Sawuli ni ko kohereza intumwa kwa Yese, aramubwira ati «Nyoherereza umuhungu wawe Dawudi, wa mushumba w'amatungo.»

20Yese afata indogobe, ayihekesha imigati, umwana w'ihene n'umufuka w'uruhu urimo divayi, maze abiha Dawudi ngo abishyire Sawuli.

21Dawudi agera atyo kwa Sawuli, atangira kumukorera. Sawuli aramukunda cyane, nuko Dawudi akajya amutwaza intwaro ze.

22Sawuli atuma kuri Yese, ati «Ngusabye ko Dawudi akomeza kunkorera, kuko yanyuze.»

23Nuko umwuka mubi uturutse ku Mana waba ufashe Sawuli, Dawudi agafata inanga ye, akamucurangira, maze Sawuli agacururuka, akumva amerewe neza, kandi umwuka mubi ukamuvamo.

## Icya mbere cya Samweli 17

### Goliyati Umufilisiti asembura Abayisraheli

1Abafilisiti bakoranya ingabo zabo ngo bajye ku rugamba. Bazikoranyiriza i Soko y'i Yuda, nuko baca ingando hagati ya Soko na Azeki, i Efesidamimu.

2Sawuli n'Abayisraheli bakoranira hamwe, na bo baca ingando mu Kibaya cy'Umushishi ahateganye n'Abafilisiti, biteguye kubarwanya.

3Abafilisiti bari ku musozi umwe, Abayisraheli ku wundi, ikibaya kiri hagati yabo.

4Bukeye, mu ngando y'Abafilisiti hasohoka umugabo w'intwari witwaga Goliyati w'i Gati, yari afite igihagararo cy'imikono itandatun'intambwe imwe y'intoki.

5Mu mutwe we yari yambaye ingofero y'umuringa, yambaye n'ikoti rikozwe mu twuma dusobekeranye kandi riremereye cyane, nk'amasikeli ibihumbi bitanu by'umuringa.

6Ku maguru ye yari ahafite ibyuma bikingira imirundi, yambaye n'inkota y'umuringa mu bitugu.

7Uruti rw'icumu rye rwanganaga n'igiti cy'ababoshyi b'imyenda, kandi icumu


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ubwaryo ryapimaga amasikeli magana atandatu y'icyuma. Umutwaje ingabo ye yamugendaga imbere.

8Araza ahagarara imbere y'ingabo za Israheli, maze arangurura ijwi, ati «Ni iki cyatumye muhagurutswa no gushoza intambara? Sindi Umufilisiti, naho mwe mukaba abacakara ba Sawuli? Mwihitemo umuntu umwe, maze amanuke ansange!

9Nagira imbaraga zituma turwana akanyica, ubwo tuzahinduka abacakara banyu; naho niturwana nkamurusha imbaraga nkamwica, ni mwebwe muzahinduka abacakara bacu, maze mudukorere.»

10Umufilisiti arongera, aravuga ati «Uyu munsi, nsembuye ingabo za Israheli; nimumpe umuntu aze turwane!»

11Sawuli n'Abayisraheli bose ngo bumve ayo magambo y'Umufilisiti, barakangarana bakuka umutima.

### Se wa Dawudi amwohereza ku rugamba

12Dawudi yari umuhungu w'Umunyefurati w'i Betelehemu ya Yuda, witwaga Yese, wari ufite abahungu umunani. Mu gihe cya Sawuli, uwo mugabo yari ashaje, ageze mu zabukuru.

13Abahungu bakuru batatu ba Yese bari baratabaranye na Sawuli. Abo uko ari batatu, ni uw'imfura Eliyabu, uw'ubuheta Abinadabu, n'uwa gatatu Shama.

14Dawudi rero yari umuhererezi, abo bakuru batatu bakaba ari bo bari baratabaranye na Sawuli. (

15Ariko Dawudi uko yajyaga kwa Sawuli, yagarukaga n'i Betelehemu kuragira amatungo ya se.

16Nuko Umufilisiti akomeza kubasatira uko bukeye n'uko bwije, amara iminsi mirongo ine yose yigaragambya.)

17Bukeye Yese abwira umuhungu we Dawudi, ati «Akira izi ngano zikaranze n'iyi migati cumi, maze wihute ubigemurire bakuru bawe bari ku rugamba.

18Naho aya masoro cumi y'amavuta, urayaha umutware w'umutwe w'ingabo barimo. Urebe bakuru bawe kandi bakubwire uko bamerewe aho ku rugamba, banaguhe ikimenyetso cy'uko wagezeyo.

19Bari kumwe na Sawuli n'Abayisraheli bose mu Kibaya cy'Umushishi, bararwana n'Abafilisiti.»

20Nuko Dawudi azinduka mu gitondo cya kare, amatungo ayasigaho undi mushumba, afata izo ngemu, aragenda nk'uko Yese yabimutegetse. Agera mu ngando mu gihe ingabo zari zigiye kurwana zavuzaga urwamo rw'intambara.

21Ingabo z'Abayisraheli n'iz 'Abafilisiti zari zishyamiranye.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22Dawudi abitsa umunyabintu umutwaro we, aherako ariruka ajya ku rugamba, maze aramutsa bakuru be.

23Igihe akivugana na bakuru be, ingabo z'Abafilisiti zirazamuka. Cya gihangange cyitwa Goliyati, Umufilisiti w'i Gati, azirangaje imbere, nuko atangira gusubira muri ya mihigo ye uko asanzwe, Dawudi aramwumva.

24Ngo barabukwe uwo mugabo, Abayisraheli bose bagira ubwoba bwinshi, maze barahunga.

25Abayisraheli baravuga bati «Mbese mwabonye uriya mugabo uzamuka? Nta kindi kimuzanye kitari ugukoza isoni Israheli. Umuntu uri bumwice, umwami azamugororera ibintu byinshi, azamushyingira umukobwa we kandi azaha inzu ye icyubahiro cy'akarenga muri Israheli.»

**Dawudi asaba kurwanya Goliyati**

26Dawudi abaza abantu bari hafi ye, ati «Umuntu uzica uriya Mufilisiti agahanagura ikimwaro kuri Israheli, harya ngo azagororerwa iki? Mbese yaba ari muntu ki uriya Mufilisiti utagenywe, akaba asuzugura ingabo z'Imana Ihoraho?»

27Abantu bamusubirira mu byo umwami yavuze, bati «Uko ni ko bazagororera umuntu uzamwica.»

28Maze Eliyabu, mukuru we w'imfura, yumva Dawudi avugana n'abo bantu. Aramurakarira cyane maze aramubaza ati «Mbese wazanywe n'iki hano? Amatungo yawe wayasigiye nde mu butayu? Ndakuzi wowe n'amarere yawe n'ubwibone bwawe: ubwo wazanywe no kureba intambara !»

29Dawudi aramusubiza ati «Ariko se ngize nte? Nta kintu kibi nkoze, uretse kuganira.»

30Ubwo amuva iruhande asanga undi muntu, na we amubaza cya kibazo cye. Undi amusubiza na none nk'uko aba mbere bamushubije.

31Nyamara, ayo magambo Dawudi yavuze bari bayumvise, bayasubiriramo Sawuli, nuko aramuhamagaza.

32Dawudi abwira Sawuli, ati «Ntihagire n'umwe ukuka umutima kubera uriya Mufilisiti; jyewe umugaragu wawe ndajya kumurwanya.»

33Sawuli abwira Dawudi, ati «Ntiwashobora kurwana n'uriya Mufilisiti, kuko ukiri muto, naho we akaba ari umugabo wamenyereye intambara kuva mu busore bwe.»

34Dawudi asubiza Sawuli, ati «Jyewe, umugaragu wawe, nari umushumba w'amatungo ya data; iyo habagaga haje intare cyangwa ikirura, maze igatwara intama imwe mu mukumbi,

35narayikurikiranaga, nkayikubita, maze nkayiyambura; yaba impindukiranye

nkayifata ubwoya, nkayitura hasi maze nkayica.

36Ubwo umugaragu wawe yishe intare n'ikirura, uriya Mufilisiti utagenywe azamera nka kimwe muri ibyo, kubera ko yakojeje isoni ingabo z'Imana Ihoraho.»

37Dawudi arakomeza ati «Uhoraho wankijije inzara z'intare n'iz'ikirura, ubwe azandokora n'ikiganza cy'uriya Mufilisiti.» Sawuli abwira Dawudi, ati «Ngaho genda, maze Uhoraho abe kumwe nawe.»

## Dawudi yica Goliyati

38Nuko Sawuli yambika Dawudi imyambaro ye bwite, amwambika ingofero y'umuringa mu mutwe, amuha n'ikoti ry'icyuma.

39Dawudi agerekaho n'inkota ya Sawuli, maze agerageza kugenda biba iby'ubusa kuko atari amenyereye iyo myambaro. Nuko Dawudi abwira Sawuli, ati «Sinshobora kugenda nambaye ibi byose, kuko ntabimenyereye.» Maze arabyiyambura.

40Aherako afata inkoni ye mu ntoki, atoragura amabuyengeri atanu mu mugezi, ayashyira mu gahago ke ka gishumba, afata n'umuhumetso we maze agenda asanga Umufilisiti.

41Umufilisiti na we aza arangajwe imbere n'umutwaje ingabo ye, atangira buhoro buhoro gusatira Dawudi.

42Nuko Umufilisiti yitegereza Dawudi, maze aramusuzugura kuko yari akiri umwana, yari inzobe kandi afite uburanga buhebuje.

43Umufilisiti ni ko kubwira Dawudi, ati «Mbese wabonye ndi imbwa kugira ngo unsange witwaje inkoni?» Nuko Umufilisiti avumisha Dawudi izina ry'imana ze.

44Umufilisiti abwira Dawudi, ati «Ngaho niba wiyanga ngwino, nkubagire ibisiga byo mu kirere n'inyamaswa zo mu gasozi.»

45Dawudi aramusubiza ati «Wowe unteye witwaje inkota, intambi n'icumu; naho jyewe nje nitwaje izina ry'Uhoraho Umushoborabyose, Imana y'ingabo za Israheli wasuzuguye.

46Uyu munsi Uhoraho arakungabiza, ndakwica maze nguce umutwe, kandi intumbi z'ingabo z'Abafilisiti ndazigaburira inyoni zo mu kirere n'inyamaswa zo mu gasozi. Maze isi yose izamenyereho ko muri Israheli hari Imana.

47Bityo iri koraniro ryose rizamenya ko Uhoraho adakoresha inkota cyangwa icumu; ni we mugenga w'ingabo kandi arababagabiza ibiganza byacu.»

48Nuko Umufilisiti uko yakemaraye, ava aho yari ari, aza asanga Dawudi. Ni bwo Dawudi akataje agana urugamba, asanganiye Umufilisiti.

49Dawudi akora bwangu mu gahago ke, akuramo ibuye ariteresha umuhumetso, arikocora mu gahanga k'Umufilisiti, maze riracengera, agwa ku butaka yubamye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

50Nguko uko Dawudi yivuganye Umufilisiti, akoresheje ibuye n'umuhuhumetso, amutsinda aho aramwica. Ibyo Dawudi yabikoze nta nkota afite mu ntoki.

51Nuko Dawudi ariruka, ahagarara hejuru y'Umufilisiti, akura inkota y'uwo Mufilisiti mu rwubati, aramusonga kandi amuca umutwe. Abafilisiti ngo babone ko intwari yabo ipfuye, bariruka barahunga.

52Ubwo Abayisraheli n'Abayuda barahaguruka, bavuza akamo k'intambara, bakurikirana Abafilisiti kugera i Gati no ku marembo ya Ekironi. Imirambo y'Abafilisiti yari irambaraye ku nzira, kuva i Sharayimu kugeza i Gati n'i Ekironi.

53Bamaze kubakurikirana igihe kirekire, Abayisraheli barahindukira, basahura ingando abo Bafilisiti bari barimo.

54Dawudi afata umutwe wa wa Mufilisiti awujyana i Yeruzalemu, naho intwaro yamucuje azibika mu ihema rye.

### Yonatani agirana isezerano na Dawudi

55Ubwo Dawudi yajyaga kurwana n'Umufilisiti, Sawuli yaramwitegerezaga, maze abaza Abuneri, umugaba w'ingabo ze, ati «Uriya muhungu ni uwa nde, Abuneri we?» Abuneri aramusubiza ati «Ndagatuma utabaho, Nyagasani, nta bwo muzi.»

56Umwami arongera ati «Baririza se w'uriya muhungu uwo ari we.»

57Aho Dawudi agarukiye amaze gutsinda Umufilisiti, Abuneri amuzana imbere ya Sawuli, afite umutwe w'Umufilisiti mu ntoki.

58Sawuli aramubaza ati «Harya uri mwene nde, wa musore we?» Dawudi aramusubiza ati «Ndi umuhungu w'umugaragu wawe, Yese w'i Betelehemu.»

## Icya mbere cya Samweli 18

1Nuko Dawudi amaze kuvugana na Sawuli, Yonatani ahita amwihambiraho, amukunda nk'uko yikunda.

2Uwo munsi, Sawuli ahita agumana Dawudi, ntiyamukundira gusubira kwa se.

3Nuko Yonatani agirana isezerano na Dawudi, kuko yamukundaga nk'uko yikunda.

4Yonatani yiyambura igishura yari yiteye, maze agiha Dawudi ndetse amuha n'ibyo yari yambaye ku rugamba, kugeza ku nkota ye, umuheto we n'umukandara we.

5Aho Sawuli amwohereje gutabara hose, Dawudi yaratsindaga, bituma amugira umugaba w'ingabo ze. Yari akunzwe na rubanda rwose, ndetse n'abagaragu ba Sawuli baramukundaga.

### Sawuli ashaka kwica Dawudi

6Igihe batabarutse, Dawudi amaze gutsinda Umufilisiti, abagore basohoka mu migi yose ya Israheli baza gusanganira umwami Sawuli, bafite ingoma n'inanga, baririmba

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kandi babyina imbyino z'ibyishimo.

7Abo bagore basingizaga bikiranya, bavuga bati «Sawuli yishe abantu igihumbi, naho Dawudi yica ibihumbagiza.»

8Sawuli yumvise ayo magambo aramurakaza cyane, maze aravuga ati «Dawudi bamubazeho abantu ibihumbagiza, naho jyewe bambaraho igihumbi cyonyine. None se ashigaje kindi ki kitari ubwami!»

9Guhera uwo munsi, Sawuli atangira kureba nabi Dawudi.

10Bukeye, umwuka mubi uturutse ku Mana ufata Sawuli, atangira gusaragurika mu nzu ye. Ubwo Dawudi akaba aracuranga inanga ye, nk'uko yabigenzaga mu yindi minsi, naho Sawuli afite icumu rye mu ntoki.

11Nuko Sawuli akorera icumu rye, yibwira ati «Ngiye kubamba Dawudi ku rukuta!» Maze Dawudi amwizibukira incuro ebyiri.

12Sawuli yahise atinya Dawudi kuko Uhoraho yari kumwe na we, naho Sawuli, Uhoraho akaba yaramwitaruye.

13Sawuli abibonye atyo amwikura iruhande, amugira umugaba w'ingabo igihumbi. Dawudi yatabaranaga na zo kandi bagatabarukana,

14maze aho ateye hose akahatsinda, kuko Uhoraho yabaga ari kumwe na we.

15Nuko Sawuli abonye ibyo bikorwa byose kandi bikomeye, aramutinya.

16Naho Abayisraheli n'Abayuda bose bakomeza gukunda Dawudi, kuko yari umugaba wabo, agatabarana na bo kandi bagatabarukana.

### Sawuli ashyingira Dawudi umukobwa we Mikali

17Bukeye Sawuli abwira Dawudi, ati «Dore Meraba umukobwa wanjye w'imfura, ni we nzagushyingira, ariko urakomeze kuba intwari ku mirimo yanjye, kandi urwane intambara z'Uhoraho.» Sawuli yaribwiraga ati «Ntazangwaho, ahubwo azicwe n'Abafilisiti.»

18Dawudi abwira Sawuli ati «Jye naba ndi nde, cyangwa se ubwoko bwa data bwaba ari ubuhe muri Israheli, kugira ngo mbe umukwe w'umwami?»

19Ariko Meraba umukobwa wa Sawuli, ngo agere igihe cyo kumushyingira Dawudi, arongorwa na Adiriyeli w'i Mehola.

20Hanyuma ariko, Mikali umukobwa wa Sawuli aza kubenguka Dawudi; babibwiye Sawuli biramushimisha.

21Ubwo Sawuli yaribwiraga ati «Ngiye kumumushyingira amubere umutego, maze Abafilisiti bazabone uko bamwica.» Kabiri kose Sawuli abwira Dawudi, ati «Uyu munsi uraba umukwe wanjye.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[22]Nuko Sawuli ategeka abagaragu be, ati «Mushyire Dawudi ahiherereye, maze mumubwire muti ’Dore umwami aragushima, ndetse n’abagaragu be bose baragukunda! Wemere ube umukwe w’umwami.’»

[23]Abagaragu ba Sawuli babwira Dawudi ayo magambo, maze Dawudi arabasubiza ati «Mbese murahamya ko byoroshye kuba umukwe w’umwami? Jyewe rero ndi umutindi kandi ndasuzuguritse!»

[24]Nuko abagaragu ba Sawuli bamutekerereza uko Dawudi yababwiye.

[25]Sawuli yongera kubabwira ati «Muzabwire Dawudi muti ’Nta yindi nkwano umwami akeneye, itari ibinyita ijana bikebwe ku Bafilisiti, kugira ngo abone uko umuhorera abanzi be.’» Ubwo Sawuli yibwiraga ko Dawudi azicwa n’Abafilisiti.

[26]Abagaragu ba Sawuli ngo bamare kubwira Dawudi ayo magambo, yishimira kuba umukwe w’umwami. Ariko igihe cyo kumushyingira kitari cyagera,

[27]Dawudi arahaguruka ajyana n’ingabo ze ku rugamba, yica abantu magana abiri mu Bafilisiti. Nuko Dawudi azanira umwami ibinyita byakebwe ku Bafilisiti, babibarira imbere y’umwami, kugira ngo Dawudi abe umukwe we. Nuko Sawuli amushyingira umukobwa we Mikali.

[28]Sawuli amenya neza ko Uhoraho ari kumwe na Dawudi, kandi ko n’inzu yose ya Israheli imukunda.

[29]Nuko Sawuli arushaho gutinya Dawudi, kandi arushaho kumwanga.

[30]Bukeye, Abafilisiti bongera kugaba ibitero. Buri gihe uko bateraga, Dawudi yarabatsindaga, akarusha kure abagaragu bose ba Sawuli. Nuko bituma izina rye riba icyamamare.

## Icya mbere cya Samweli 19

### Yonatani ahakirwa Dawudi kuri se

[1]Nuko Sawuli amenyesha umuhungu we Yonatani n’abagaragu be bose imigambi ye yo kwica Dawudi. Nyamara ariko, Yonatani umuhungu wa Sawuli agakunda cyane Dawudi.

[2]Ni bwo Yonatani abwiye Dawudi, ati «Data Sawuli arashaka kukwica, none rero ejo mu gitondo uzirinde kugaragara, uzihishe ahantu hiherereye.

[3]Naho jyewe nzasohoka njyane na data ku gasozi, hafi y’aho uzaba wihishe. Nzamubwira ibikwerekeyeho, nimenya icyo abitekerezaho nzakikubwira.»

[4]Nuko Yonatani ahakirwa Dawudi kuri se, aramubwira ati «Nyagasani, uramenye ntugirire nabi umugaragu wawe Dawudi, kuko atigeze agucumuraho, ahubwo ibikorwa bye by’impangare bikaba byarakugiriye akamaro.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5 Yemeye guhara ubugingo bwe, arwana n'Umufilisiti aramutsinda, Uhoraho yuzuriza muri we igikorwa gikomeye muri Israheli. Ibyo warabyiboneye kandi biragushimisha. Noneni kuki ushaka gucumura, umena amaraso y'umwere Dawudi, ushaka kumwica nta mpamvu?»

6 Sawuli ngo yumve amagambo ya Yonatani, aramurahira ati «Ndahiye Uhoraho ko ntazamwica!»

7 Nuko Yonatani ahamagara Dawudi, amubwira amagambo yose yavuganye na se. Hanyuma amugarura kwa Sawuli, akomeza kumukorera nk'uko byari bisanzwe.

### Dawudi akizwa na Mikali

8 Bukeye, intambara y'Abafilisiti yongera kurota. Dawudi aratabara, arwana na bo, arabahashya bikomeye, maze barahunga.

9 Umwuka mubi uturutse kuri Uhoraho wongera gufata Sawuli, akaba yari yicaye mu nzu ye, afashe icumu mu ntoki, naho Dawudi acuranga inanga ye.

10 Sawuli ashaka kubambisha Dawudi ku rukuta icumu rye, ariko Dawudi araryizibukira, maze ryishinga mu rukuta. Dawudi akiza amagara ye ahita ahunga.

11 Muri iryo joro Sawuli aherako yohereza intumwa kwa Dawudi, kugira ngo bamwubikire, maze nibucya mu gitondo bazamwice. Mikali umugore we arabimenya, maze abwira Dawudi, ati «Nudakiza amagara yawe iri joro, ejo uzapfa.»

12 Mikali ahungisha Dawudi amumanurira mu idirishya, aragenda maze akira atyo.

13 Nuko Mikali afata igishusho cy'ikigirwamana, akirambika ku buriri, ashyira ku musego umwenda w'ubwoya bw'ihene, maze acyorosa umwenda.

14 Sawuli yohereza intumwa ze gufata Dawudi, maze Mikali arazibwira ati «Dawudi ararwaye.»

15 Nuko Sawuli ngo abyumve, yongera gutuma intumwa ze kureba Dawudi, arazibwira ati «Mugende mumuterure mu buriri bwe, maze mumunzanire mwice.»

16 Intumwa ziraza, ngo zirebe mu buriri zihasanga cya gishusho na wa mwenda w'ubwoya bw'ihene ku musego.

17 Nuko Sawuli ararakara, abwira Mikali ati «Ni kuki wanshutse utyo, ugacikisha umwanzi wanjye?» Mikali asubiza Sawuli, ati «Ni we wambwiye ngo 'Ndeka ngende; naho ubundi ndakwica!'»

### Dawudi na Sawuli kwa Samweli i Rama

18 Dawudi yabonye akize, aracika asanga Samweli i Rama. Amutekerereza ibyo Sawuli yamukoreye byose, nuko bombi bajya gutura i Nayoti.

19 Baza kubwira Sawuli, bati «Dawudi ari i Nayoti h'i Rama.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

20Nuko Sawuli yoherezayo intumwa gufata Dawudi. Ngo zigereyo, za ntumwa
zihasanga itorero ry'abahanuzi bariho bahanura, na Samweli ahagaze imbere yabo.
Ubwo umwuka w'Imana uzizamo, na zo ziratwarwa zitangira guhanura.

21Babibwiye Sawuli, yongera koherezayo izindi ntumwa, na zo ngo zigereyo
zirahanura. Sawuli yoherezayo ubwa gatatu izindi ntumwa, ariko na zo zigezeyo biba
kwa kundi: ziratwarwa zirahanura.

22Bukeye, Sawuli ubwe arahaguruka ajya i Rama, ahingukira ku iriba rinini ry'ahitwa
i Seku. Ahageze, arabaza ati «Samweli na Dawudi bari hehe?» Baramusubiza bati
«Bari i Nayoti h'i Rama.»

23Sawuli ni ko kujya i Nayoti h'i Rama. Na we, umwuka w'Imana umuzamo,
aratwarwa atangira guhanura inzira yose kugera i Nayoti h'i Rama.

24Agezeyo yiyambura imyambaro ye, maze atangira guhanura imbere ya Samweli.
Hanyuma yitura hasi yambaye ubusa, aguma atyo umunsi n'ijoro. Ni yo mpamvu
bavuga bati «Mbese Sawuli na we ari mu mubare w'abahanuzi?»

## Icya mbere cya Samweli 20

### Yonatani ahungisha Dawudi

1Nuko Dawudi ahunga ava i Nayoti h'i Rama. Araza abaza Yonatani, ati «Nakoze iki,
ikosa ryanjye ni irihe cyangwa se nacumuye iki kuri so, kugira ngo abe ashaka
kunyambura ubuzima?»

2Yonatani aramusubiza ati «Ibyo ntibikavugwe! Nta bwo uteze gupfa. Data nta cyo
ashobora gukora atambwiye; ni kuki se data yaba yarampishe ibyo ngibyo? Ndumva
bidashoboka!»

3Dawudi agerekaho indahiro, ati «So azi neza ko turi incuti, bigatuma atekereza, ati
'Yonatani nta cyo akwiye kumenya, kugira ngo atababara.' Ariko ndagatuma utabaho,
nkurahiye Uhoraho ko urupfu rundi bugufi.»

4Yonatani aramubwira ati «Icyo uzashaka cyose nzagikora.»

5Dawudi abwira Yonatani, ati «Dore ejo ukwezi kuzaboneka, kandi nagombaga
gusangira n'umwami. Ariko reka nigendere, maze nzihishe ku gasozi kuzageza
ejobundi nimugoroba.

6Ubwo so nambura ku meza uzamubwire uti 'Dawudi yanyinginze kugira ngo
mureke anyarukire iwabo i Betelehemu, kuko uko umwaka utashye batura igitambo
cy'umuryango wose.'

7Navuga ati 'Ni byiza!' ubwo bizaba ari amahoro ku mugaragu wawe. Ariko nubona
arakaye, uzamenyereho ko yiyemeje kunyica.

8Nuko rero ntuhemukire umugaragu wawe, wibuke isezerano wagiranye na we mu

izina ry'Uhoraho. Kandi niba hari icyo nacumuye, unyiyicire wowe ubwawe. Ni iki gituma ugomba kunjyana imbere ya so?»

9Yonatani aramubwira ati «Ibyo ntibikavugwe! Nkurahiye nkomeje ko ndamutse menye ko data ashaka kukwica, nabikumenyesha.»

10Dawudi abaza Yonatani, ati «Ni nde uzamenyesha ko so yagushubije nabi?»

11Yonatani aramusubiza ati «Ngwino tujye hanze!» Barasohoka bombi bajya ku gasozi.

12Nuko Yonatani abwira Dawudi, ati «Nkurahiye Uhoraho, Imana ya Israheli, ko ejo cyangwa ejobundi nko kuri iyi saha, nzagerageza kumenya icyo data agutekerezaho. Ninsanga data akuvuga neza, simbikumenyeshe,

13icyo gihe Uhoraho azabimpore! Nanone kandi ninsanga atekereza kukugirira nabi, na bwo nzabikumenyesha, ngusezerere wigendere mu mahoro. Kandi Uhoraho azakomeze kuba kumwe nawe nk'uko yabanaga na data!

14Ikindi kandi: uzakomeze umbere indahemuka uko Uhoraho abishaka, mu minsi y'ubugingo bwanjye bwose.

15N'aho naramuka mfuye, ntuzareke kubera indahemuka inzu yanjye, kabone n'ubwo waba ari umunsi Uhoraho azaba yarimbuye abanzi bawe uko bangana mu nsi hose.»

16Nuko Yonatani agirana isezerano n'inzu ya Dawudi, ati «Uhoraho azaryibarize Dawudi!»

17Yonatani yongera kugirana isezerano na Dawudi kubera urukundo amufitiye, kuko yamukundaga nk'uko yikunda.

18Yonatani aramubwira ati «Ejo ukwezi kuzaboneka, bazamenya ko udahari kuko intebe yawe izaba iriho ubusa.

19Nugeza ejobundi, uzamanuke wihishe aho wari wihishe wa munsi, maze wicare hafi y'ibuye ry'i Ezeli.

20Naho jyewe nzarasa imyambi itatu iruhande rw'ibuye, nk'aho ryabaye intego.

21Hanyuma nzohereza umuhungu mubwire nti 'Genda untoragurire iriya myambi.' Nimubwira nti 'Imyambi iri hino yawe, yitoragure, maze ugaruke', uzashyire umutima hamwe; nkurahiye Uhoraho ko nta kibi kizaba kikuriho.

22Ariko nimbwira uwo muhungu, nti 'Dore imyambi iri hirya yawe kure', uzahunge kuko Uhoraho azaba yashatse ko ugenda.

23Naho iri jambo tuvuganye twembi, Uhoraho abe hagati yawe nanjye iteka ryose.»

24Dawudi rero yihisha ku gasozi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Urwango Sawuli yari afitiye Dawudi

Nuko bukeye ukwezi kuraboneka, umwami ajya ku meza ngo bamuhereze.

25Umwami yari yicaye ku ntebe ye, yegereye urukuta nk'uko bisanzwe. Yonatani arahagarara, naho Abuneri yicara iruhande rwa Sawuli, ariko icyicaro cya Dawudi gisigaramo ubusa.

26Uwo munsi umwami ntiyagira icyo avuga, kuko yibwiraga ati «Wenda hari icyamugwiririye, cyangwa se birashoboka ko yabonye adatunganye.»

27Ariko bukeye bw'aho, ukwezi kwaraye kubonetse, Dawudi yongera kubura mu mwanya we. Sawuli abaza umuhungu we Yonatani, ati «Kuki umuhungu wa Yese, ari ejo ari n'uyu munsi, ntamubonye ku meza?»

28Yonatani asubiza Sawuli, ati «Dawudi yansabye ngo mureke anyarukire iwabo i Betelehemu.

29Yambwiye ati 'Ndakwinginze, reka ngende kuko mu mugi w'iwacu bazatura igitambo, kandi mukuru wanjye akaba yarantegetse kuba mpari. None rero ungiriye ubuntu wareka nkagenda, nkajya kureba abavandimwe banjye.' Iyo ni yo mpamvu yamubujije kuza hano ku meza y'umwami.»

30Sawuli ni ko kurakarira Yonatani, aramubwira ati «Mwana w'umugore utagira umutima! Nzi neza ko ubogamiye mu ruhande rw'umuhungu wa Yese, kugira ngo wikoze isoni kandi uzikoze na nyoko!

31Kuko igihe cyose mwene Yese azaba akiri kuri iyi si, nta bwo uteze gukomera ari wowe ari n'ubwami bwawe. Ubu nonaha, umufate umunzanire, kuko akwiye gupfa nta kindi.»

32Yonatani asubiza Sawuli, ati «Ni kuki agomba gupfa? Ikibi yakoze ni ikihe?»

33Nuko Sawuli abangura icumu kugira ngo arimutere. Yonatani amenyeraho ko se yiyemeje kwica Dawudi.

34Ako kanya Yonatani ahaguruka ku meza n'uburakari bwinshi, ntiyagira icyo arya kuri uwo munsi wa kabiri w'imboneko y'ukwezi, abitewe n'agahinda afitiye Dawudi, se yari amaze gutuka.

### Yonatani aburira Dawudi

35Bukeye mu gitondo, Yonatani arasohoka ajya ku gasozi, uko yari yarasezeranyije Dawudi, ajyana n'umwana w'umuhungu.

36Nuko abwira uwo muhungu, ati «Irukanka untoragurire imyambi ngiye kurasa.» Umuhungu ariruka, maze Yonatani akarasa umwambi ku buryo awumurenza ukagwa imbere ye kure.

37Umuhungu ngo agere hafi y'aho umwambi Yonatani yari amaze kurasa uri,


© 2012, Bible Society of Rwanda.

Yonatani aramuhamagara maze aramubwira ati «Mbese umwambi nturi imbere yawe kure?»

38 Yonatani akomeza kubwira wa muhungu, ati «Ngaho ihute wihagarara.» Nuko umuhungu atoragura umwambi, aragaruka asanga shebuja.

39 Ariko uwo muhungu ntiyari azi ibyo ari byo, uretse Yonatani na Dawudi bari babiziranyeho.

40 Nuko Yonatani ahereza wa muhungu intwaro ze, maze aramubwira ati «Genda uzijyane mu mugi.»

41 Umuhungu amaze kugenda, Dawudi ava iruhande rwa rya buye aho yari yihishe, yitura hasi yubamye, amwikubita imbere incuro eshatu; maze barahoberana, bombi baririra icyarimwe kugeza ubwo Dawudi ahogora.

42 Yonatani abwira Dawudi, ati «Igendere amahoro! Ubwo twagiranye isezerano mu izina ry'Uhoraho, azakomeze kuba hagati yawe nanjye, azabe no hagati y'urubyaro rwawe n'urwanjye iteka ryose.»

## Icya mbere cya Samweli 21

1 Dawudi ashyira nzira arigendera, naho Yonatani agaruka mu mugi.

### Dawudi agera i Nobu

2 Dawudi agera i Nobu kwa Ahimeleki, umuherezabitambo. Ahimeleki aza kumusanganira adagadwa, maze aramubaza ati «Ni kuki uri wenyine, nta bantu muri kumwe?»

3 Dawudi aramusubiza ati «Umwami yantegetse ko nta muntu n'umwe ugomba kumenya ubutumwa yampaye. Naho abantu banjye, nababwiye aho tuza guhurira.»

4 Dawudi yongera kubaza umuherezabitambo, ati «Mbese nta cyo mufite ngo mungaburire? Nibura mumpe imigati itanu cyangwa ikindi mwaba mufite icyo ari cyo cyose.»

5 Nuko umuherezabitambo aramusubiza ati «Nta migati isanzwe dufite, ariko hari imigati yeguriwe Uhoraho ; niba abo bantu bawe baririnze abagore bashobora kuyirya.»

6 Dawudi aramusubiza ati «Ni koko, twabujijwe abagore, nk'uko bisanzwe iyo ngiye ku rugamba; kuri iyo ngingo ni abere rwose. Uru rugendo ni nk'urusanzwe, ariko rushimishije Uhoraho kubera impamvu zarwo.»

7 Nuko umuherezabitambo amuha imigati akuye mu Ngoro kuko nta yindi yari ibonetse, uretse iyari iteguye ku meza y'Uhoraho, isimbuzwa ishyushye ku munsi bayikuyeho.

8 Uwo munsi kandi, hari umwe mu bagaragu ba Sawuli wari watinze mu Ngoro,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

imbere y'Uhoraho. Yitwaga Dowegi Umunyedomu, akaba yari umutware w'abashumba ba Sawuli.

9Dawudi abaza Ahimeleki, ati «Mbese nta cumu cyangwa inkota ufite hano? Naje ntazanye inkota yanjye, habe n'indi ntwaro mfite, kuko ubutumwa bw'umwami bwihutirwaga.»

10Umuherezabitambo aramusubiza ati «Hano hari inkota ya Goliyati, wa Mufilisiti watsinze mu Kibaya cy'Umushishi: dore ngiriya aho izingiye mu gitambaro inyuma y'isanduku ibitse uruhago rurimo amabuye y'ubufindo. Niba rero uyishaka uyifate, kuko nta yindi iri hano.» Dawudi aravuga ati «Nta yindi yahwana na yo! Yimpereze.»

### Dawudi mu Bafilisiti b'i Gati

11Uwo munsi Dawudi afata inzira, ahungira kure ya Sawuli, agera kwa Akishi umwami w'i Gati.

12Abagaragu ba Akishi baramubwira bati «Uyu se si we Dawudi, umwami w'igihugu? Si we bateyeho imbyino ngo: Sawuli yishe abantu igihumbi, naho Dawudi yica ibihumbagiza?»

13Dawudi azirikanye ayo magambo, bituma atinya cyane Akishi umwami w'i Gati.

14Ubwo aherako arisarisha, asimbagurika mu maboko yabo, atangira guharabika inzugi, ari na ko ata inkonda zikamanuka mu bwanwa bwe.

15Akishi ni ko kubwira abagaragu be, ati «Murabona neza ko uyu muntu ari umusazi! None ni kuki mumunzaniye?

16Ese abasazi ni cyo mbuze byatuma munzanira uyu ngo ansaragurike imbere? Ubu se, murabona uyu yakwinjira mu nzu yanjye?»

## Icya mbere cya Samweli 22

### Dawudi aba umutware w'agatsiko k'abantu

1Dawudi ava aho ngaho, ahungira mu buvumo bw'i Adulamu. Abavandimwe be na bene wabo barabimenya, baramanuka bamusangayo.

2Nuko iruhande rwe hateranira abanyabyago, abanyamyenda n'abarenganywa, bose ababera umutware. Abari kumwe na we bari bageze kuri magana ane.

3Dawudi yongera kuva aho ngaho ajya i Misipa y'i Mowabu, abwira umwami w'i Mowabu, ati «Ndakwinginze ngo wemerere data na mama baze mubane, kugeza igihe nzamenyera icyo Imana izangenera.»

4Nuko se na nyina abazanira umwami w'i Mowabu babana na we, bamarana igihe cyose Dawudi yari akiri mu buhungiro bwe.

5Umuhanuzi Gadi aza kubwira Dawudi, ati «Wiguma mu buhungiro bwawe, ahubwo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

genda, ujye mu gihugu cya Yuda.» Nuko Dawudi arahava, ajya mu ishyamba ry'i Hereti.

### Sawuli yica abaherezabitambo b'i Nobu

6Nyuma y'aho Sawuli aza kumenya ko Dawudi n'abo bari kumwe babonetse. Ubwo Sawuli akaba yari i Gibeya, yicaye mu nsi y'umunyinya wari mu mpinga, afite icumu rye mu ntoki n'abagaragu be bamukikije.

7Sawuli abwira abagaragu be bamushagaye, ati «Munyumve neza, Babenyamini mwe! Harya ngo namwe mwese, mwene Yese, azabaha imirima n'imizabibu, azabagire abatware b'ingabo ijana n'ab'ibihumbi,

8kugira ngo mwese muhuze umugambi wo kungambanira? Igihe umuhungu wanjye anywanye na mwene Yese, nta n'umwe muri mwe wigeze amburira, ibyo bikagaragaza ko mutakinyitayeho. Ubona ngo habure n'umwe umbwira, igihe umuhungu wanjye anteje umugaragu wanjye, kugira ngo antege imitego nk'uko ubu bimeze!»

9Ubwo Dowegi w'Umunyedomu yari ahagaze hamwe n'abagaragu ba Sawuli, asubiza umwami, ati «Mperutse kubona mwene Yese; yari i Nobu kwa Ahimeleki mwene Ahitobi.

10Nuko Ahimeleki asiganuza Uhoraho ibimwerekeyeho, amuha n'ibyo kurya. Yamuhaye kandi n'inkota ya Goliyati, Umufilisiti.»

11Umwami abyumvise, ahamagaza Ahimeleki umuherezabitambo, mwene Ahitobi n'umuryango we wose, hamwe n'abaherezabitambo bose b'i Nobu; maze baramwitaba.

12Bageze ibwami, Sawuli aravuga ati «Ntega amatwi, mwana wa Ahitobi!» Na we arasubiza ati «Karame Nyagasani.»

13Sawuli aramubaza ati «Ni iki cyatumye muhuza umugambi wo kungambanira, wowe na mwene Yese? Wamuhaye imigati n'inkota, wasiganuje Uhoraho kubera we, kugira ngo ampagurukire kandi antege imitego nk'uko bimeze uyu munsi.»

14Ahimeleki asubiza umwami, ati «Mbese mu bagaragu bawe bose, hari n'umwe ukwiye kwiringirwa nka Dawudi? Ni umukwe w'umwami, ni we ukurwanaho kandi yubahwa n'urugo rwawe rwose!

15Ese ugira ngo uwo munsi, ni bwo natangiye gusiganuza Uhoraho kubera we? Ibyo ntibikambeho! Nyabuneka, Mutegetsi wanjye, ibyo ntiwari ukwiye kubihora umugaragu wawe n'umuryango we wose, kuko ari nta cyo yari abiziho na gito.»

16Umwami aravuga ati «Ahimeleki, urapfa wowe n'umuryango wawe wose!»

17Umwami aherako abwira abarinzi be, ati «Nimuhindukire mwice abaherezabitambo b'Uhoraho, kuko na bo bashyigikiye Dawudi: bari bazi ko ari mu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

buhungiro, ntibamenyesha aho ari.» Ariko abagaragu be banga kwica abaherezabitambo b'Uhoraho.

18Nuko umwami abwira Dowegi, ati «Wowe hindukira, maze wice abo baherezabitambo.» Dowegi Umunyedomu arahindukira arabica. Uwo munsi hapfa abantu mirongo inani na batanu, bose bambaye umusanganyagihimba, uboshye muri hariri.

19Aho i Nobu, umugi w'abaherezabitambo, amarira ku nkota abagabo, abagore, abana bato n'abakiri ku ibere, ndetse n'inka, indogobe n'intama, byose bishirira ku nkota.

20Nyamara umwe mu bahungu ba Ahimeleki mwene Ahitobi witwaga Abiyatari aratoroka, ni ko guhunga asanga Dawudi.

21Nuko amenyesha Dawudi ko Sawuli yishe abaherezabitambo b'Uhoraho.

22Dawudi abwira Abiyatari , ati «Urya munsi nari nzi ko Dowegi Umunyedomu ahari, ntekereza ko atazabura kubibwira Sawuli. Ni jyewe watumye urugo rwa so rwose rurimbuka.

23Gumana nanjye, witinya; kandi nihagira ushaka kugirira nabi ubugingo bwawe, ntazaba aretse n'ubwanjye. Humura rero, nubana nanjye nta cyo uteze kuba.»

## Icya mbere cya Samweli 23

### Dawudi i Keyila

1Bukeye, baza kubwira Dawudi, bati «Dore Abafilisiti bateye i Keyila, kandi bariho barasahura ingano ku mbuga.»

2Dawudi abaza Uhoraho, ati «Ni ngombwa se ko njyayo ngatsinda abo Bafilisiti?» Uhoraho aramusubiza ati «Genda, uzabatsinda kandi uzarokora Keyila.»

3Ingabo za Dawudi ziramubaza ziti «Ko dufite ubwoba turi hano muri Yuda, hazacura iki nitujya i Keyila kurwana n'Abafilisiti?»

4Nuko Dawudi yongera kubaza Uhoraho. Na we aramusubiza ati «Haguruka ujye i Keyila, kuko ngiye kukugabiza Abafilisiti ngo ubatsembe.»

5Dawudi n'ingabo ze baragenda bajya i Keyila, batera Abafilisiti. Babicamo abantu benshi kandi babanyaga n'amatungo yabo. Nuko Dawudi akiza atyo abaturage b'i Keyila.

6Ubwo Abiyatari mwene Ahimeleki yahungiraga kwa Dawudi i Keyila, yari yahunganye rwa ruhago rw'amabuye y'ubufindo.

7Bukeye, babwira Sawuli ko Dawudi yinjiye i Keyila. Sawuli aravuga ati «Imana yamungabije kuko yifungiranye, yinjira mu mugi ufungishije inzugi n'ibihindizo.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8Nuko Sawuli akoranya ingabo ze zose ngo batere i Keyila, bagote Dawudi n'ingabo ze.

9Dawudi amenya ko Sawuli yenda kumutera, maze abwira umuherezabitambo Abiyatari, ati «Zana uruhago rw'ubufindo.»

10Nuko Dawudi arasaba ati «Uhoraho, Mana ya Israheli, umugaragu wawe yumvise bavuga ko Sawuli agambiriye kuza i Keyila, no gusenya umugi ku mpamvu yanjye.

11Mbese aho abatware b'Abanyakeyila ntibazamfata bakamungabiza? Ese koko Sawuli azaza nk'uko umugaragu wawe yabyumvise babivuga? Uhoraho, Mana ya Israheli, ndakwinginze ngo uburire umugaragu wawe.» Uhoraho aramusubiza ati «Sawuli azaza.»

12Dawudi yongera kubaza ati «Aho se abatware b'Abanyakeyila ntibazanshyira ari jyewe, ari n'ingabo zanjye mu biganza bya Sawuli?» Uhoraho aramusubiza ati «Bazabatanga.»

13Nuko Dawudi n'ingabo ze zigeze kuri magana atandatu bashyira nzira, bava i Keyila bahungira ahandi. Hanyuma baza kubwira Sawuli ko Dawudi yahunze, areka umugambi we wo gutera i Keyila.

14Dawudi aguma mu bihanamanga no mu misozi y'ubutayu bw'i Zifu. Sawuli yakomeje kumushakashaka ubudahwema, ariko Imana ntiyamumugabiza.

### Dawudi i Horesha. Yonatani aza kumusura

15Dawudi amenya ko Sawuli yari akimushakashaka hose, kugira ngo amwice. Ubwo yari mu butayu bw'i Zifu, i Horesha.

16Bukeye, Yonatani mwene Sawuli, arahaguruka ajya kureba Dawudi i Horesha. Aramukomeza mu izina ry'Imana.

17Aramubwira ati «Humura! Ikiganza cya data Sawuli ntigiteze kugushyikira. Ni wowe uzategeka Israheli, naho jyewe nkazakungiriza, ndetse na data Sawuli arabizi neza.»

18Nuko bombi bagirana isezerano imbere y'Uhoraho, Dawudi aguma i Horesha, Yonatani asubira iwe.

### Sawuli akurikirana Dawudi

19Abantu b'i Zifu barazamuka bajya kwa Sawuli i Gibeya, baramubwira bati «Mbese aho wamenye ko Dawudi yihishe iwacu, mu bihanamanga by'i Horesha, ku musozi wa Hakila, uri mu majyepfo y'amayaga?

20Nuko rero, Nyagasani, igihe uzashakira uzaze; ni twe ubwacu tuzamushyikiriza mu biganza byawe.»

21Sawuli aravuga ati «Uhoraho abahe umugisha, kuko mwangiriye impuhwe.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22Nimugende rero, mwongere mwitegereze neza mumenye aho agana, kuko bambwiye ko ari umunyamayeri menshi.

23Muzarebe ahantu hose yashobora kwihisha, maze muhitegereze; nimumara kuhamenya neza, muzagaruke kumbwira tuzajyana. Kandi niba ari hagati mu gihugu, nzamushakashaka mu mazu yose ya Yuda kugeza ubwo mubonye.»

24Nuko barahaguruka basubira i Zifu, mbere y'uko Sawuli agerayo. Dawudi n'ingabo ze bari bihishe mu kibaya kiri mu majyepfo y'amayaga, mu butayu bw'i Mawoni.

25Sawuli n'ingabo ze barahaguruka bajya kumushaka, ariko Dawudi aza kubimenya; aramanuka yihisha mu nsi y'urutare rwo mu butayu bw'i Mawoni yigumirayo. Sawuli abyumvise, akurikira Dawudi mu butayu bw'i Mawoni.

26Sawuli yanyuraga mu ibanga rimwe ry'umusozi, Dawudi n'ingabo ze bakanyura mu rindi; ariko Dawudi we yarihutaga cyane kugira ngo ahunge Sawuli. Igihe Sawuli n'ingabo ze bari bugufi yo kugota Dawudi n'abantu be ngo babafate mpiri,

27intumwa iraza ibwira Sawuli iti «Ngwino banguka, Abafilisiti bateye igihugu!»

28Sawuli rero arekeraho gukurikira Dawudi, ajya kurwana n'Abafilisiti. Ni cyo cyatumye aho hantu bahita «Urutare rw'abatandukanye.»

## Icya mbere cya Samweli 24

### Dawudi yanga kwica Sawuli

1Nuko Dawudi ava aho ngaho, arazamuka ajya gutura mu bihanamanga bya Enigadi.

2Igihe Sawuli avuye kumenesha Abafilisiti, baramubwira bati «Noneho Dawudi ari mu butayu bwa Enigadi.»

3Sawuli aherako atoranya ingabo ibihumbi bitatu zatoranyijwe muri Israheli, maze aragenda ajya gushaka Dawudi n'ingabo ze, mu bitare byababagamo ihene z'ishyamba.

4Agera atyo ku biraro by'intama byari iruhande rw'inzira, aho ngaho hakaba hari ubuvumo. Sawuli abwinjiramo kugira ngo yitume. Dawudi n'ingabo ze bakaba bicaye mu muhero w'ubwo buvumo.

5Ingabo za Dawudi ziramubwira ziti «Nguyu umunsi Uhoraho yakubwiye ati 'Dore neguriye umwanzi wawe mu biganza byawe, maze umwigenzereze uko ushaka.'» Nuko Dawudi arahaguruka, akeba rwihishwa agatambaro ku gishura cya Sawuli.

6Ariko nyuma y'ibyo, Dawudi yumva umutima we uradiha, kuko yari akebye agatambaro ku gishura cya Sawuli.

7Nuko abwira ingabo ze, ati «Uhoraho andinde kugenzereza ntyo uwo yasigishije amavuta y'ubutore. Sinatinyuka kumukozaho n'ikiganza cyanjye, kuko ari uwasizwe w'Uhoraho.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8 Nuko ayo magambo ya Dawudi acubya umurego w'ingabo ze, azibuza kwiroha kuri
Sawuli. Ubwo rero Sawuli arahaguruka ava mu buvumo, yikomereza inzira ye.

9 Hanyuma Dawudi asohoka mu buvumo, ahamagara Sawuli, ati «Mwami, Mutegetsi
wanjye!» Sawuli ngo akebuke inyuma, Dawudi arunama kugeza ku butaka,
aramupfukamira.

10 Ni ko kubwira Sawuli, ati «Ni iki gituma wumva amabwire y'abantu, bavuga ko
nshaka icyakugirira nabi?

11 Uyu munsi wa none, wiboneye neza ko Uhoraho yakweguriye ibiganza byanjye,
igihe wari mu buvumo. Ariko nanze kukwica nakubabariye, kandi ubwo bambwiraga
kukwica, navuze nti 'Sinzakoza ikiganza cyanjye ku Mutegetsi wanjye, kuko ari
uwasizwe amavuta w'Uhoraho.'

12 Itegereze, Mubyeyi wanjye! Reba aka gatambaro ko ku gishura cyawe mfite mu
ntoki zanjye. Ubwo nashoboye gukeba agatambaro ku gishura cyawe kandi sinkwice,
umenyereho ko nta bubi bundimo cyangwa ubwigomeke, kandi ko nta cyo
nagucumuyeho. Ahubwo ni wowe umpiga kugira ngo uncuze ubugingo bwanjye.

13 Ari wowe, ari nanjye, Uhoraho ni We uzaducira urubanza, maze Uhoraho
azamporere. Naho jye, sinzagukozaho ikiganza cyanjye.

14 (Nk'uko umugani wa kera ubivuga ngo 'Ubugome buganje mu bagome, ariko jye
sinzabukozaho ikiganza cyanjye.')

15 Mbese uwo umwami wa Israheli yiruka inyuma ni nde? Uwo ahiga ni nde? Ariruka
inyuma y'imbwa yapfuye cyangwa se ni inyuma y'imbaragasa!

16 Uhoraho aratubere umucamanza, adukiranure, yitegereze maze andengere,
andokore ikiganza cyawe!»

17 Dawudi amaze kubwira Sawuli ayo magambo, Sawuli aravuga ati «Ese iryo jwi ni
iryawe, Dawudi mwana wanjye?» Nuko Sawuli araturika ararira.

18 Hanyuma abwira Dawudi, ati «Urandusha ubutungane kuko wangiriye neza, kandi
jye narakugiriye nabi.

19 Ariko wowe uyu munsi wangaragarije ubuntu wangiriye: ubwo Uhoraho
yakunyeguriraga, maze ntunyice.

20 Mbese, iyo umuntu ahuye n'umwanzi we, aramureka akigendera mu mahoro?
Uhoraho azakwiture ineza wangiriye uyu munsi.

21 Noneho ndabimenye ko uzaba umwami, kandi ubwami bwa Israheli bukazahora
mu biganza byawe.

22 None rero, ndahira Uhoraho ko utazarimbura urubyaro rwanjye, kandi ko
utazazimanganya izina ryanjye mu nzu ya data.»


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

23Dawudi aramurahira. Hanyuma Sawuli asubira iwe, naho Dawudi n'ingabo ze basubira mu buhungiro bwabo.

## Icya mbere cya Samweli 25

### Urupfu rwa Samweli

1Samweli aza gupfa. Abayisraheli bose baraterana; bamaze kumuririra, bamuhamba iwe i Rama.

### Nabali yanga gufasha Dawudi

Ubwo Dawudi arahaguruka, amanuka ajya mu butayu bw'i Parani.

2Hakaba umugabo w'i Mawoni wari umukungu cyane, umutungo we wose ukaba i Karumeli. Yari atunze intama ibihumbi bitatu, n'ihene igihumbi. Ubwo yari yaje i Karumeli kogoshesha ubwoya bw'amatungo ye.

3Uwo mugabo yitwaga Nabali n'umugore we akitwa Abigayila. Uwo mugore yari mwiza kandi akaba umunyabwenge, naho umugabo we akaba umunyamwaga n'umugome; yari uwo mu muryango w'Abakalebu.

4Dawudi amenyera mu butayu ko Nabali yaje kogoshesha ubwoya bw'intama ze.

5Ni ko kohereza abagaragu cumi, maze arababwira ati «Muzamuke mujye i Karumeli, muzahasanga Nabali kandi muzamundamukirize.

6Muzamubwire muti 'Umwaka muhire! Amahoro kuri mwe, ku bawe no ku byo utunze byose!

7Numvise ko waje kogoshesha ubwoya bw'amatungo yawe, ariko kandi n'abashumba bawe twarabanye, nta nabi twabagiriye, nta n'icyo bajimije igihe cyose bamaze i Karumeli.

8Ubaze abashumba bawe bazabikubwira. None rero, ndakwinginze ngo abagaragu banjye bakirwe neza iwawe, kuko tuje ari ku munsi mukuru, maze icyo ushobora kubona abe ari cyo uhaabagaragu bawe n'umuhungu wawe Dawudi.'»

9Abagaragu ba Dawudi bagezeyo, babwira Nabali ubwo butumwa mu izina rya Dawudi, barangije baraceceka.

10Nabali asubiza abagaragu ba Dawudi, ati «Uwo Dawudi se ni nde? Mwene Yese we se ni nde? Muri iyi minsi hari abagaragu benshi batoroka ba shebuja.

11None ubu mfate ku migati yanjye, kuri divayi no ku nyama nateguriye abogoshi banjye, mbihe abantu ntazi n'iyo baturuka!»

12Nuko abagaragu ba Dawudi barahindukira, baritahira. Bagezeyo, bamutekerereza uko byose byagenze.

13Dawudi abwira ingabo ze, ati «Buri wese niyambare inkota ye!» Nuko buri muntu


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

yambara inkota ye, Dawudi na we yambara iye. Ingabo zigera ku bantu magana ane zizamukana na Dawudi, naho abandi bantu magana abiri basigara ku bintu byabo.

### Abigayila agoboka Dawudi

14Umwe mu bagaragu aburira Abigayila muka Nabali, ati «Dore Dawudi aho ari mu butayu, aherutse kohereza intumwa ze zizaniye databuja indamutso, maze databuja azibuza uburyo zirigendera.

15Nyamara abo bantu batugiriye neza, nta nabi yabo tuzi, kandi nta n'icyo twajimije igihe cyose twagendanye na bo, tukiri mu rugishiro.

16Batubereye ikiramiro igihe cyose twamaranye na bo turagiye intama.

17None rero, nagira ngo ubimenye kandi utekereze n'icyo uri bukore, kuko bamaze kwiyemeza kurimbura databuja n'urugo rwe rwose. Naho databuja we ndabona ari igipfamutima, nta wagira icyo amubwira.»

18Nuko Abigayila agira bwangu, afata imigati magana abiri, impago ebyiri z'impu zuzuye divayi, intama eshanu zitetse neza, ingero eshanu z'ingano zikaranze, amaseri ijana y'imizabibu yumye n'utugati magana abiri tw'imbuto z'umutini, abishyira ku ndogobe,

19maze abwira abagaragu be, ati «Nimugende mbere, nanjye ndaza mbakurikiye.» Ariko ntiyagira icyo abwira Nabali, umugabo we.

20Uko yakamanukaga mu ibanga ry'umusozi yicaye ku ndogobe, Dawudi n'abantu be na bo bamanuka bamusanga maze bahura na we.

21Dawudi yaravugaga ati «Nakoreye ubusa, nita ku bintu byose by'uriya mugabo mu butayu, mugirira neza none anyituye inabi.

22Imana izabihore Dawudi — ariko cyane cyane izabihore abanzi be — niba, burinze gucya, hari ikintu na kimwe musigiye, ndetse habe n'umwe mu bahungu be!»

23Nuko Abigayila akirabukwa Dawudi, amanuka bwangu ku ndogobe, agwa yubamye imbere ya Dawudi.

24Agwa ku birenge bye maze aramubwira ati «Mutegetsi wanjye, iki cyaha kibe ari jye kibarwaho! Ndakwinginze ngo utege amatwi umuja wawe, wumve ugutakamba kwe.

25Ndagusabye, mutegetsi wanjye, ntiwite kuri kiriya gipfamutima Nabali, kuko izina ari ryo muntu: yitwa Gipfamutima, kandi ubupfamutima bwe bwaramukurikiranye. Ariko jyewe umuja wawe, nta bwo nigeze mbona abagaragu umutegetsi wanjye yohereje.

26Nyamara, mutegetsi wanjye, ndahiye Uhoraho nawe ubwawe, ko ari Uhoraho ubwe wakubujije kumena amaraso no kwihorera n'ikiganza cyawe. Ndetse abanzi bawe

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n’abandi bose bashaka kugirira nabi umutegetsi wanjye, na bo barakaba nka Nabali!

27None rero, mutegetsi wanjye, iri turo umuja wawe akuzaniye, urihe abagaragu bawe muri kumwe,

28kandi ndakwinginze ngo ubabarire umuja wawe icyaha cye. Uhoraho ntazabura kubakira umutegetsi wanjye inzu ihamye, kuko umutegetsi wanjye arwana intambara z’Uhoraho, kandi ikibi ntikikakurangweho iminsi yose y’ubugingo bwawe.

29Mutegetsi wanjye, abantu baraguhagurukiye, kugira ngo bagucuze ubugingo bwawe, ariko ubugingo bw’umutegetsi wanjye buzaba hamwe n’ubw’abazima iruhande rw’Uhoraho, Imana yawe. Naho ubw’abanzi bawe, Uhoraho azabujugunyisha kure umuhumetso we.

30Igihe Uhoraho azakuzurizamo ibyiza byose yakuvuzeho, azakugira umutware wa Israheli.

31Nuko rero, mutegetsi wanjye, wihugana umena amaraso ku busa, cyangwa se ngo uteshuke ushaka kwihorera ubwawe. Maze Uhoraho namara kugororera umutegetsi wanjye, uzibuke umuja wawe.»

## Urupfu rwa Nabali. Dawudi acyura Abigayila

32Dawudi asubiza Abigayila, ati «Nihasingizwe Uhoraho, Imana ya Israheli, yo yakohereje uyu munsi, kugira ngo unsanganire!

33Nihashimwe ubwenge bwawe kandi nawe ubwawe ubishimirwe, kuko uyu munsi wambujije kumena amaraso no kwihorera n’ikiganza cyanjye!

34Kandi ni ukuri koko, ndahiye Uhoraho, Imana ya Israheli yambujije kukugirira nabi, kuko iyo utaza wihuta kunsanganira, bwari gucya nta gisigaye kwa Nabali, habe n’umwe mu bahungu be.»

35Nuko Dawudi yakira amaturo Abigayila yamuzaniye, maze aramubwira ati «Ngaho itahire iwawe amahoro! Ibyo wasabye nabyumvise kandi byose ndabikwemereye.»

36Abigayila agaruka kwa Nabali, asanga mu nzu iwe yatekesheje ibiribwa by’ibirori nk’iby’umwami. Umutima we wari unezerewe kubera ko yari yasinze cyane, bituma Abigayila atagira icyo amubwira kugeza ko bucya.

37Bukeye mu gitondo, Nabali amaze gusinduka, umugore we amutekerereza ibyari byabaye byose. Nuko umutima wa Nabali urahahamuka, maze uhinduka nk’ibuye.

38Hashize iminsi igera ku icumi, Uhoraho akubita Nabali arapfa.

39Dawudi aza kumenya ko Nabali yapfuye, aravuga ati «Haragasingizwa Uhoraho wamburaniye mu bitutsi byose Nabali yantukaga, kandi akabuza umugaragu we kugira nabi, none Uhoraho akaba yituye Nabali inabi ye.» Dawudi atuma kuri Abigayila, kumubaza ko ashobora kumubera umugore.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

40Abagaragu ba Dawudi bajya kwa Abigayila i Karumeli, maze baramubwira bati «Dawudi yakudutumyeho ngo tumukuzanire umubere umugore.»

41Nuko arahaguruka, yubama ku butaka imbere yabo, maze aravuga ati «Dore umuja wawe yiteguye koza ibirenge by'abagaragu b'umutegetsi wanjye.»

42Abigayila ahaguruka bwangu ajya ku ndogobe ye, ajyana n'abaja be batanu, akurikira intumwa za Dawudi. Nuko aba umugore we.

43Ubundi kandi Dawudi yari yaranarongoye Ahinowamu, wakomokaga i Yizireyeli; nuko bombi baba abagore be.

44Naho Mikali, wahoze ari umugore wa Dawudi, ise Sawuli yari yaramushyingiye Paliti, mwene Layishi, wari utuye i Galimu.

## Icya mbere cya Samweli 26

### Mu butayu bwa Zifu: Dawudi yongera kwanga kwica Sawuli

1Abantu b'i Zifu basanga Sawuli i Gibeya baramubwira bati «Mbese wamenye ko Dawudi yihishe ku musozi wa Hakila, ahateganye n'amayaga?»

2Sawuli aherako arahaguruka, ari kumwe n'abantu ibihumbi bitatu b'intwari muri Israheli, bajya gushaka Dawudi mu butayu bw'i Zifu.

3Nuko Sawuli aca ingando ku musozi wa Hakila, iruhande rw'inzira ahateganye n'amayaga. Dawudi wiberaga mu butayu, abona ko Sawuli yaje mu butayu kumuhiga.

4Ni ko kohereza intasi, amenya neza ko Sawuli yaje koko.

5Nuko Dawudi arahaguruka, ajya ku ngando ya Sawuli. Ahageze abona aho Sawuli na Abuneri mwene Neri, umugaba w'ingabo, bahereye: Sawuli yari aryamye hagati mu ngando, naho ingabo ze zimukikije.

6Dawudi ni ko kubaza Ahimeleki w'Umuhiti na Abishayi mwene Seruya, umuvandimwe wa Yowabu, ati «Ni nde ushaka ko tujyana mu ngando ya Sawuli?» Abishayi aramusubiza ati «Turajyana.»

7Dawudi na Abishayi baragenda, bagera muri za ngabo nijoro. Sawuli yari aryamye kandi asinziriye hagati yazo, icumu rye rishinze ku butaka hafi y'umusego we. Abuneri n'ingabo ze na bo baryamye bamukikije.

8Abishayi abwira Dawudi, ati «Uyu munsi, Imana yashyize umwanzi wawe mu biganza byawe. None rero, ndeka mutere icumu rimwe rizira irya kabiri, maze mubambe ku butaka.»

9Nuko Dawudi aramusubiza ati «Sigaho kumwica! Ni nde ushobora gukoza ikiganza ku uwo Uhoraho yasize amavuta, maze ntabiryozwe?»

10Dawudi aravuga ati «Ndahiye Uhoraho ko ari we ubwe uzamwiyicira igihe cye


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nikigera, cyangwa se yazajya mu ntambara akayigwamo.

11 Uhoraho azabimpore, nindamuka nkojeje ikiganza ku uwo yiyimikiye! None rero, fata ririya cumu riri ku musego we n'igicuma cy'amazi, maze twigendere.»

12 Dawudi atwara icumu n'igicuma cy'amazi byari ku musego wa Sawuli, maze barigendera. Nta n'umwe wababonye cyangwa ngo abimenye, kuko ntawakangutse. Bose Uhoraho yari yabasinzirije ubuticura.

13 Nuko Dawudi ahita mu rindi banga; aragenda ahagarara mu mpinga y'umusozi, kure y'aho bari bari. Hagati yabo hari intera ndende.

14 Ni ko kwerekeza ijwi aho Abuneri mwene Neri n'ingabo ze baciye ingando, arahamagara ati «Yewe Abuneri we, aho uranyumva?» Abuneri aramusubiza ati «Uri nde, yewe muntu usakuriza umwami?»

15 Dawudi abwira Abuneri, ati «Uri umugabo koko, utagira undi bahwanye muri Israheli. Ariko se ye, ni iki cyatumye udashobora kurarira umwami, umutegetsi wawe? Umwe muri rubanda yaje kwica umwami, umutegetsi wawe.

16 Ndahiye Uhoraho ko ukwiye urupfu, kuko ibyo wakoze atari byiza, kuba utashoboye kurarira umutegetsi wawe, uwo Uhoraho yiyimikiye. Reba neza! Mbese ye icumu ry'umwami n'igicuma cy'amazi byari ku musego we biri hehe?»

17 Sawuli amenya ijwi rya Dawudi, aravuga ati «Mbese ni wowe, Dawudi mwana wanjye?» Aramusubiza ati «Ni jyewe, Nyagasani, mutegetsi wanjye.»

18 Dawudi aramubaza ati «Ni mpamvu ki rero, mutegetsi wanjye, yatumye ukurikirana umugaragu wawe? Mbese nakoze iki cyangwa se icyo nagucumuyeho ni ikihe?

19 None rero, Nyagasani, mutegetsi wanjye, ndakwinginze ngo utege amatwi umugaragu wawe. Niba ari Uhoraho wakunteje, niyakire impumuro y'igitambo; ariko niba ari abantu bakunteza, nibavumwe imbere y'Uhoraho, kubera ko banciye kandi bakampeza ku murage w'Uhoraho bambwira ngo 'Genda, ujye gukorera izindi mana.'

20 Maze rero, Uhoraho ntiyemere ko amaraso yanjye amenerwa kure ye, kuko umwami wa Israheli yazanywe no gushaka ubuzima bwanjye, nk'uko bahiga inkware ku gasozi.»

21 Sawuli aravuga ati «Nacumuye. Garuka, Dawudi mwana wanjye, sinzongera kukugirira nabi, kuko uyu munsi wubahirije ubugingo bwanjye. Ni byo koko, nahubutse nk'umusazi kandi nibeshye bikabije.»

22 Dawudi aramusubiza ati «Ngiri icumu ry'umwami, umwe mu bagaragu bawe niyambuke maze aze arijyane.

23 Uhoraho azitura buri wese akurikije ubutungane bwe n'umurava we. Ni we

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

wakugabije ibiganza byanjye uyu munsi, ariko nanze gukoza ikiganza cyanjye ku uwo Uhoraho yiyimikiye.

24Ubwoubugingo bwawe bwagize agaciro gakomeye kuri jye, ubwanjye na bwo buzakagire imbere y'Uhoraho, kandi arankize ibyago byose.»

25Sawuli abwira Dawudi, ati «Gira amahoro, Dawudi mwana wanjye! Uzakora ibintu bikomeye, kandi ni koko uzabishobora.» Nuko Dawudi arikomereza, naho Sawuli asubira iwe.

## Icya mbere cya Samweli 27

### Dawudi ahungira mu Bufilisiti

1Hanyuma Dawudi aza kwibwira ati «Ibyo ari byo byose, umunsi umwe Sawuli azanyica nta kabuza. Nta kindi nakora, atari uko nahungira mu gihugu cy'Abafilisiti. Bityo, Sawuli ntazongera kunshaka mu gihugu cyose cya Israheli kandi nzaboneraho kurokoka ikiganza cye.»

2Dawudi ahera ko aragenda n'abantu magana atandatu bari kumwe na we, anyura kwa Akishi mwene Mawoki, umwami w'i Gati.

3Dawudi n'abantu be batura kwa Akishi, buri wese hamwe n'umuryango we; Dawudi na we akabana n'abagore be bombi, Ahinowamu Umunyeyizireyeli na Abigayila muka Nabali w'i Karumeli.

4Nuko babwira Sawuli ko Dawudi yahungiye i Gati, maze aherukira aho kumushakashaka.

5Dawudi abwira Akishi, ati «Niba ungiriye ubuntu, tegeka ko bankebera igikingi mu cyaro, maze nzabe ariho ntura. Ni iki se cyatuma umugaragu wawe agumya gutura mu murwa w'umwami?»

6Uwo munsi Akishi amugabira Sikilage. Ni yo mpamvu kugeza na n'ubu, Sikilage ikiri umugi w'abami ba Yuda.

7Aho mu gihugu cy'Abafilisiti, Dawudi ahamara umwaka n'amezi ane.

8Hanyuma Dawudi n'ingabo ze barazamuka batera ab'i Geshuri, ab'i Girizi n'Abamaleki, kuko ari bo bari bahatuye kuva kera, ahateganye na Shuru kugeza ku gihugu cya Misiri.

9Dawudi yatsembaga abantu mu gihugu cyose, ntiharokoke n'umwe yaba umugabo cyangwa umugore, akanyaga amatungo, amagufi n'amaremare, indogobe, ingamiya n'imyambaro. Iyo yatabarukaga, yasubiraga kwa Akishi.

10Akishi yamubaza ati «Uyu munsi wateye he?» Dawudi akamusubiza ati «Nateye Negevu ya Yuda», cyangwa «Negevu y'Abayerahimeli», cyangwa ati «Nateye Negevu y'Abakeniti.»


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11Yaba umugabo cyangwa se umugore, Dawudi yirindaga kugira uwo azana i Gati ari muzima, kubera ubwoba. Yaribwiraga ati «Baramutse baganiriye, bamenyana bakadutamaza.» Nuko akomeza kugenza atyo, iminsi yose yamaze mu gihugu cy'Abafilisiti.

12Akishi yizeraga cyane Dawudi, akibwira ati «Ubwo Dawudi yigize akadakoreka muri Israheli umuryango we, bizatuma akomeza kumbera umugaragu iteka ryose.»

## Icya mbere cya Samweli 28

### Sawuli ashikisha ku mushitsikazi w'i Enidori

1Muri iyo minsi, Abafilisiti bakoranya ingabo zabo ngo batere Israheli. Akishi abwira Dawudi, ati «Urabe uzi ko wowe n'ingabo zawe tugomba kujyana ku rugamba.»

2Dawudi aramusubiza ati «Ni byiza rwose! Ni na ho uzamenyera icyo jyewe umugaragu wawe nzakora.» Ubwo Akishi abwira Dawudi, ati «Ni byiza; nanjye nzakugira n'umurinzi wanjye bwite iminsi yose.»

3Icyo gihe rero, Samweli yari yarapfuye, Abayisraheli bose bari baramuririye, baranamuhambye mu mugi we i Rama. Naho Sawuli yari yaraciye ubupfumu n'ibyerekeye gushikisha byose mu gihugu cyose.

4Abafilisiti ngo bamare gukorana, baca ingando i Shunemu. Nuko Sawuli na we akoranya Abayisraheli bose, baca ingando i Gilibowa.

5Sawuli abonye ingabo z'Abafilisiti ariheba, akuka umutima cyane.

6Nuko atakambira Uhoraho, ariko haba mu nzozi, haba mu bufindo, haba se mu buhanuzi, Uhoraho ntiyagira icyo amusubiza.

7Sawuli abwira abagaragu be, ati «Nimunshakire umushitsikazi, kugira ngo njye iwe gushikisha.» Abagaragu be baramusubiza bati «Keretse ahantu hitwa Enidori ni ho hari umushitsikazi.»

8Nuko Sawuli ahindura imyambaro ye, ariyoberanya maze aragenda, aherekejwe n'abagabo babiri; bagera kwa wa mugore nijoro. Sawuli aramubwira ati «Ndagusabye ngo ukoreshe ubushobozi bwawe, maze unshikire uwo nza kukubwira.»

9Umugore aramubaza ati «Mbese nta bwo uzi icyo umwami Sawuli yakoze: ko yatsembye ubushitsi mu gihugu cyose? Ni kuki ushaka kuntega umutego, kugira ngo unyicishe?»

10Sawuli aramurahira ati «Nkurahiye Uhoraho ko ibi utazabihanirwa.»

11Umugore aramubaza ati «Uwo ushaka ko ngushikira ni nde?» Sawuli aramusubiza ati «Nshikira Samweli.»


© 2012, Bible Society of Rwanda.

12 Umugore ngo arabukwe Samweli, atera hejuru abaza Sawuli, ati «Ni iki cyatumye umbeshya? Ni wowe Sawuli !»

13 Umwami aramubwira ati «Humura wigira ubwoba! Ariko se ye, icyo ubona ni iki?» Umugore arasubiza ati «Ndabona ikintu gisa n'imana izamuka iva ikuzimu.»

14 Sawuli aramubaza ati «Urabona iyo mana isa ite?» Umugore aramusubiza ati «Ni umusaza uzamuka, yifubitse igishura.» Sawuli amenyeraho ko ari Samweli; aramwunamira, yubika uruhanga ku butaka.

15 Nuko Samweli abaza Sawuli, ati «Ni iki cyaguteye kumbuza uburyo, ugatuma ngomba kuzamuka?» Sawuli aramusubiza ati «Ubu ndi mu kaga gakomeye, Abafilisiti barampagurukiye kandi Imana yaranyitaruye ntikinsubiza, ndetse habe no mu bahanuzi cyangwa se mu nzozi. Naguhamagaye rero kugira ngo umenyeshe icyo ngomba gukora.»

16 Samweli aramubaza ati «None se niba Uhoraho yarakwitaruye, icyo umbaza ni iki kandi ko wabaye ikirumbo?

17 Uhoraho yakugenjereje uko yigeze kukuntumaho: yakunyaze ubwami, abuha undi ari we Dawudi.

18 Kubera ko utumviye ijwi ry'Uhoraho kandi ntucubye uburakari bwe igihe uteye Amaleki, ni yo mpamvu yakugenjereje atyo uyu munsi.

19 Ndetse ari wowe, ari n'Abayisraheli, mwese Uhoraho azabagabiza ikiganza cy'Abafilisiti. Ejo wowe n'abahungu bawe muzansanga, naho Israheli, Uhoraho azayigabize ibiganza by'Abafilisiti.»

20 Ako kanya Sawuli yikubita hasi arambaraye, akuwe umutima n'ibyo Samweli amubwiye. Nta n'imbaraga yari agifite, kuko yari yiriwe ubusa akanaburarara.

21 Hanyuma wa mugore asanga Sawuli, abonye ko yazahaye cyane, aramubwira ati «Dore jyewe umuja wawe nakumviye, nemera no guhara amagara yanjye, ariko numvira amategeko yawe.

22 None ndakwinginze, umva ijwi ry'umuja wawe, unyemerere nguhe nibura agace k'umugati urye, bityo ubone agatege ko gutaha.»

23 Sawuli aramuhakanira, ati «Sinshaka kurya.» Ariko abagaragu be hamwe n'uwo mugore baramuhata, arabumvira, arabyuka maze yicara ku ntebe.

24 Uwo mugore yari afite inyana y'umushishe, aherako arayibaga, afata n'ifu maze ayitekamo imigati idasembuye.

25 Nuko agaburira Sawuli n'abagaragu be bararya; barangije barahaguruka, bataha muri iryo joro.

## Icya mbere cya Samweli 29

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Abafilisiti banga kujyana na Dawudi ku rugamba

1 Abafilisiti bakoranyiriza ingabo zabo zose i Afeki, naho Abayisraheli baca ingando bugufi y'isoko y'amazi iri i Yizireyeli.

2 Abatware b'Abafilisiti bagendaga imbere y'ingabo zabo, uko zari zigabanyijwe mu mitwe y'abantu amagana n'ibihumbi, naho Dawudi n'ingabo ze bakabakurikira bari kumwe na Akishi.

3 Abatware b'Abafilisiti baravuga bati «Abo Bahebureyi se kandi bo ni ab'iki?» Akishi arabasubiza ati «Uyu ni we Dawudi, umugaragu wa Sawuli, umwami wa Israheli! Tumaranye imyaka igera kuri ibiri kandi nta kibi namubonyeho kugeza uyu munsi.»

4 Abatware b'Abafilisiti barakarira Akishi , baramubwira bati «Ohereza uwo mugabo asubire mu gikingi wamukebeye; ntajyane natwe ku rugamba, hato ataduhindukira umugambanyi! Mbese uwo mugabo yashobora ate kongera kunga ubumwe na shebuja, uretse gutera aba bantu bacu akabatsemba?

5 Mbese nta bwo ari we Dawudi babyinaga bikiranya, bati 'Sawuli yishe abantu igihumbi, naho Dawudi yica ibihumbagiza'?»

6 Akishi ahamagara Dawudi aramubwira ati «Ndahiye Uhoraho ko uri umuntu utunganye. Nari nishimiye gutabarana no kuzatabarukana nawe ku rugamba, kuko nta kibi nakubonyeho kuva aho wagereye iwanjye kugeza uyu munsi. Nyamara ariko, abatware ntibakwishimiye.

7 Subirayo rero, maze ugende amahoro; ntugire icyo ukora kidashimishije abatware b'Abafilisiti.»

8 Dawudi abaza Akishi, ati «Ariko se naba narakoze iki ? Hari ikibi wabonye ku mugaragu wawe, kuva aho ntangiriye kugukorera kugeza uyu munsi, ku buryo naba ntagikwiriye kujya kurwanya abanzi b'umwami, umutegetsi wanjye?»

9 Akishi asubiza Dawudi, ati «Ku bwanjye, nzi ko unshimisha nk'umumalayika w'Imana, ariko abatware b'Abafilisiti bavuze bati 'Ntajyane natwe ku rugamba.'

10 Nuko rero, wowe n'abagaragu ba shobuja mwazanye, mubyuke mu gitondo cya kare maze nibumara gucya mugende.»

11 Dawudi n'ingabo ze babyuka kare, bagira ngo bagende, basubire mu gihugu cy'Abafilisiti. Nuko Abafilisiti barazamuka bajya i Yizireyeli.

## Icya mbere cya Samweli 30

### Dawudi arwana n'Abamaleki

1 Nuko Dawudi n'ingabo ze bagera i Sikilage ku munsi wa gatatu, basanga Abamaleki bateye i Negevu n'i Sikilage, bayogoje Sikilage yose kandi uwo mugi bawutwitse.

2 Abamaleki bari batwaye bunyago abagore, abana bato n'abakuru. Ntibari bagize

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

uwo bica, ahubwo bari babajyanye.

3Dawudi n'ingabo ze ngo bagere mu mugi, basanga Abamaleki bawutwitse, kandi abagore babo, abahungu babo n'abakobwa babo babatwaye bunyago.

4Dawudi n'abo bari kumwe baraturika bararira, barahogora kugeza ubwo batari bagifite imbaraga zo kurira.

5Abagore ba Dawudi bombi, Ahinowamu Umunyeyizireyeli na Abigayila muka Nabali w'i Karumeli, na bo bari bafashwe.

6Dawudi agira agahinda kenshi cyane, kuko abantu be bendaga kumutera amabuye: buri wese yari ababaye, atekereza abahungu be n'abakobwa be. Ariko Dawudi yishyiramo akanyabugabo ku bw'Uhoraho, Imana ye.

7Nuko abwira Abiyatari umuherezabitambo, mwene Ahimeleki, ati «Ndakwinginze ngo unzanire uruhago rw'amabuye y'ubufindo.» Abiyatari aruzanira Dawudi.

8Dawudi abaza Uhoraho, ati «Mbese nkurikire bariya bantu, ndi bubashyikire?» Uhoraho aramusubiza ati «Bakurikire, urabashyikira kandi ugarure ibyawe byose.»

9Dawudi arabakurikira ari kumwe n'ingabo magana atandatu, maze bagera ku mugezi wa Besori.

10Nuko bahageze, Dawudi akomeza kubakurikira, ari kumwe n'ingabo magana ane gusa, kuko izindi magana abiri zari zananiwe, ntizashobora kwambuka umugezi wa Besori.

11Baza guhura n'Umunyamisiri ku gasozi, baramufata bamuzanira Dawudi. Bamuha umugati wo kurya n'amazi yo kunywa.

12Bamuha kandi n'umutsima w'imitini n'amaseri abiri y'umuzabibu wumye. Amaze kurya agarura ubuyanja, kuko yari amaze iminsi itatu n'amajoro atatu, atarya kandi atanywa.

13Nuko Dawudi aramubaza ati «Uri umugaragu wa nde kandi waba uturuka hehe?» Aramusubiza ati «Ndi umuhungu w'Umunyamisiri, umugaragu w'umwe mu Bamaleki. Hashize iminsi itatu databuja antaye, kuko nari ndwaye.

14Ni twe twagabye igitero i Negevu y'Abakereti, icyo muri Yuda n'icy'i Negevu y'i Kalebu kandi dutwika umugi w'i Sikilage.»

15Dawudi aramubaza ati «Ubu se wanyobora ukangeza kuri abo bantu?» Aramusubiza ati «Banza undahire Imana ko utazanyica, cyangwa utazansubiza mu biganza bya databuja, maze mbone kukuyobora aho abo bantu baherereye.»

### Abamaleki batsindwa na Dawudi

16Nuko uwo mugabo ajyana na Dawudi, basanga Abamaleki bakwiriye igihugu, barya kandi banywa, bakora ibirori byo kwishimira iminyago myinshi bari bavanye mu


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

gihugu cy’Abafilisiti no muri Yuda.

17 Dawudi atangira kubica, kuva mu museso kugera ku mugoroba w’undi munsi. Ntihagira n’umwe ucika ku icumu, uretse abasore magana ane buriye ingamiya zabo barahunga.

18 Dawudi agarura ibyo Abamaleki bari batwaye byose, akiza n’abagore be bombi.

19 Ntihagira n’umwe ubura, haba mu bakuru, cyangwa se mu bahungu n’abakobwa. Mbese icyari cyanyazwe cyose, Dawudi arakigarura.

20 Anyaga amatungo yose, amagufi n’amaremare, maze abashoreye ayo mashyo bakagenda, bavuga bati «Dore umunyago wa Dawudi».

21 Dawudi aza kugera kuri ba bantu magana abiri yari yasize ku mugezi wa Besori, batashoboye gukomeza kumukurikira kubera umunaniro. Abo bantu barahaguruka bajya kumusanganira, we n’abo bari kumwe; Dawudi abageze imbere arabaramutsa.

22 Nuko ab’ibipfamutima n’abagome mu bari kumwe na Dawudi, batera hejuru icyarimwe baravuga bati «Ubwo bariya batajyanye natwe, nta cyo turi bubahe ku minyago twagaruje, uretse abagore babo n’abana babo; babafate bagende!»

23 Ariko Dawudi arababwira ati «Bavandimwe, mwigenza mutyo ku byo Uhoraho yaduhaye, we waturinze kandi akatugabiza abaduteye.

24 Ni nde washobora kubashyigikira muri ibyo? Ari uwagiye ku rugamba, ari n’uwasigaye ku bintu: bose bagomba kugabana bakaringaniza.»

25 Guhera uwo munsi, Dawudi abihindura itegeko n’umuco mwiza bagikurikiza kugeza na n’ubu muri Israheli.

26 Dawudi ageze i Sikilage yohererereza bene wabo, abatware ba Yuda, ku minyago maze arababwira ati «Ngayo amaturo yanyu, avuye ku byanyazwe abanzi b’Uhoraho.»

27 Yohereza kandi n’ab’i Betuli, ab’i Ramoti y’i Negevu, ab’i Yatiri,

28 ab’i Aroweri; ab’i Sifemoti, ab’i Eshitemowa,

29 ab’i Karumeli, abo mu migi y’Abanyerahameli n’abo mu y’Abakeniti,

30 ab’i Horima, ab’i Borashani, ab’i Eteri, ab’i Heburoni, mbese ab’ahantu hose Dawudi n’ingabo ze bari barabaye.

## Icya mbere cya Samweli 31

### Intambara y’i Gilibowa n’urupfu rwa Sawuli

(1 Mateka 10,1–14)

1 Ubwo Abafilisiti barwanaga n’Abayisraheli. Ingabo z’Abayisraheli zihunga Abafilisiti, imirambo y’abapfuye yari yararitse ku musozi wa Gilibowa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2Abafilisiti bakurikira Sawuli n'abahungu be, maze bica Yonatani, Abinadabu na Malikishuwa, bene Sawuli.

3Nuko urugamba rusigara rwibasiye Sawuli, abanyamiheto baramuvumbura, Sawuli ngo abakubite amaso akuka umutima.

4Ni ko kubwira umutwaje intwaro, ati «Kura inkota yawe maze unsogote, hato bariya bantu batagenywe bataza kunsogota, bakanankiniraho.» Ariko uwo mugaragu we aranga kuko yari afite ubwoba bwinshi. Nuko Sawuli afata inkota ayishitaho.

5Uwari amutwaje intwaro abonye ko apfuye, na we yishita ku nkota ye; bapfa bombi.

6Sawuli n'abahungu be batatu, uwamutwazaga intwaro ndetse n'ingabo ze zose, bapfira icyarimwe uwo munsi.

7Abandi Bayisraheli, bo hakurya y'ikibaya n'abo hakurya ya Yorudani, ngo babone bene wabo bahunze banamenye ko Sawuli n'abahungu be bapfuye, ni ko guta imigi yabo barahunga, nuko Abafilisiti baraza bayituramo.

8Bukeye bw'aho, Abafilisiti baza gucuza intumbi, basanga umurambo wa Sawuli n'iy'abahungu be batatu ku musozi wa Gilibowa.

9Sawuli bamuca umutwe bamucuza n'intwaro ze. Baherako bakwira mu gihugu cyose cy'Abafilisiti, bamamaza iyo nkuru mu nsengero zabo no muri rubanda.

10Intwaro za Sawuli bazishyira mu rusengero rw'ikigirwamana cyabo Ashitaroti, naho umurambo we bawumanika ku nkike y'umugi w'i Betishani.

11Abaturage b'i Yabeshi ya Gilihadi bamenyeraho ibyo Abafilisiti bakoreye Sawuli.

12Ab'intwari muri bo bagenda ijoro ryose, bamanura umurambo wa Sawuli n'iy'abahungu be ku nkike y'umugi w'i Betishani, barayizana bayitwikira i Yabeshi.

13Hanyuma bafata amagufa yabo, maze bayahamba mu nsi y'umunyinya i Yabeshi, basiba kurya iminsi irindwi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Icya kabiri cya Samweli 1

### Dawudi amenyeshwa urupfu rwa Sawuli

1Sawuli amaze gupfa, ni bwo Dawudi yagarutse amaze gutsinda Abamaleki, amara iminsi ibiri i Sikilage.

2Ku munsi wa gatatu, haza umuntu aturutse mu ngando kwa Sawuli, imyambaro ye yatanyaguritse, kandi umutwe we wuzuyemo umukungugu. Nuko ngo agere kwa Dawudi amwikubita imbere aramupfukamira.

3Dawudi aramubaza ati «Uraturuka hehe?» Aramusubiza ati «Nahunze mva mu ngando y'Abayisraheli.»

4Dawudi aramubaza ati «Byagenze bite? Ngaho mbwira!» Undi aramubwira ati «Imbaga bayitsinze kandi hapfuyemo abantu benshi, ndese na Sawuli n'umuhungu we Yonatani bapfuye!»

5Dawudi abaza uwo musore wari uje kumubikira, ati «Wamenye ute ko Sawuli yapfuye, kimwe n'umuhungu we Yonatani?»

6Nuko uwo musore aramusubiza ati «Nari ndi ku musozi wa Gilibowa, nuko mbona Sawuli yishingikirije icumu rye, kandi amagare y'intambara n'abanyamafarasi bamusatiriye impande zose.

7Arakebuka maze arambona, ni ko kumpamagara, ndamusubiza nti 'Karame.'

8Arambaza ati 'Uri nde?' Nuko ndamusubiza nti 'Ndi Umumaleki.'

9Nuko arambwira ati 'Guma iruhande rwanjye ndabigusabye kandi unyice, kuko merewe nabi n'ubwo ngitera akuka bwose.'

10Ni ko kumuguma iruhande maze ndamwica, kuko nari nzi neza ko namara gutsindwa atazaba akibayeho. Nuko mfata ikamba yari afite mu mutwe n'igitare yari yambaye ku kaboko, none mbizaniye umutegetsi wanjye hano.»

11Dawudi yadukira imyambaro ye arayishishimura, n'abari kumwe na we bose babigenza batyo.

12Nuko barababara, bararira kandi basiba kurya kugeza ku mugoroba kubera Sawuli na Yonatani umuhungu we, no kubera umuryango w'Uhoraho wose wa Israheli, kuko bari bamazwe n'inkota.

13Dawudi abaza wa musore wamubikiye, ati «Uri uwa he?» Aramusubiza ati «Ndi umwana w'Umumaleki w'impunzi.»

14Dawudi aramubaza ati «Wabitewe n'iki rero, kugira ngo ube utatinye kurambura ikiganza cyawe, ukica uwo Uhoraho yasize amavuta y'ubwami?»


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15 Nuko Dawudi ahamagara umwe mu basore be, aramubwira ati «Mwegere maze umwice!» Nuko amutsinda aho.

16 Dawudi aravuga ati «Amaraso yawe abe ari wowe ahama, kuko wowe ubwawe wabyihamije uvuga ngo ’Ni jye wishe uwo Uhoraho yasize amavuta y’ubwami.’»

### Amaganya ya Dawudi kubera Sawuli na Yonatani

17 Nuko Dawudi atera iyi ndirimbo y’amaganya, kubera urupfu rwa Sawuli n’umuhungu we Yonatani.

18 (Iyo «Ndirimbo y’Umuheto» yanditswe mu «Gitabo cy’Intungane», kugira ngo bajye bayigisha Abayuda.) Aravuga ati

19 «Yewe Israheli we, mbese icyubahiro cyawe cyaguye mu mpinga y’imisozi? Ab’intwari baraguye!

20 Ntimubitangaze muri Gati, ntimubyamamaze mu mayira ya Ashikeloni, hato abakobwa b’Abafilisiti batanezerwa, n’abakobwa b’abatagenywe bagasabagizwa n’ibyishimo!

21 Misozi y’i Gilibowa, ntimugatonyangweho n’ikime cyangwa imvura, ntimukagire ukundi imirima irumbuka, kuko ari ho ingabo y’intwari yahindaniye! Ingabo ya Sawuli ntiyigeze isigwa amavuta,

22 uretse amaraso y’abishwe n’ibinure by’intwari; umuheto wa Yonatani ntiwasubiraga, n’inkota ya Sawuli ntitahe ubusa.

23 Sawuli na Yonatani abakundwaga cyane, abatatandukanaga mu buzima no mu rupfu, abatebukaga kurusha kagoma; abanyembaraga kurusha intare!

24 Bakobwa ba Israheli, nimuririre Sawuli, wabambikaga imihemba n’imirimbo y’amoko yose, wabahaga kandi imitako ya zahabu mugeretse ku myambaro yanyu.

25 Intwari zaguye ku rugamba, Yonatani yiciwe mu mpinga y’imisozi!

26 Mbega umubabaro ngufitiye, Yonatani muvandimwe! Nagukundaga byahebuje! Ubucuti bwawe bwambereye akataraboneka, bwasumbyaga ubwiza urukundo rw’abagore.

27 Intwari zaraguye! Ingenzi ku rugamba zarashize!»

## Icya kabiri cya Samweli 2

### Dawudi yimikirwa i Heburoni ngo abe umwami wa Yuda

1 Nyuma y’ibyo, Dawudi abaza Uhoraho, ati «Mbese nzamuke njye muri umwe mu migi ya Yuda?» Uhoraho aramusubiza ati «Zamuka.» Dawudi ati «Njye ahagana he?» Uhoraho aramusubiza ati «Jya i Heburoni.»

2 Dawudi arazamuka n’abagore be bombi, Ahinowamu w’i Yizireyeli na Abigayila

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

muka Nabali w'i Karumeli.

3Dawudi azamukana kandi n'abari kumwe na we, buri muntu n'umuryango we, nuko batura i Heburoni no mu midugudu yayo.

4Bukeye, abantu bo muri Yuda baraza, bahasigira Dawudi amavuta, kugira ngo abe umwami w'inzu ya Yuda. Baza kubwira Dawudi, bati «Abantu b'i Yabeshi ya Gilihadi ni bo bahambye Sawuli.»

5Nuko Dawudi yohereza intumwa kuri abo bantu b'i Yabeshi ya Gilihadi maze arababwira ati «Uhoraho abahe umugisha, mwebwe mwese abakoreye Sawuli umutegetsi wanyu icyo gikorwa cy'ubudahemuka, maze mukamuhamba.

6None rero, Uhoraho abagirire impuhwe n'umurava. Nanjye kandi, nzabagirira ubuntu nk'ubwo, kubera ko mwagenjeje mutyo.

7Ikindi kandi, nimukomere kandi mube abantu b'intwari. Yego na none, umutegetsi wanyu Sawuli yarapfuye, ariko kandi munamenye ko inzu ya Yuda yansize amavuta, kugira ngo nyibere umwami.»

### Ishibosheti aba umwami wa Israheli

8Abuneri mwene Neri, umugaba w'ingabo za Sawuli, yari yarajyanye na Ishibosheti mwene Sawuli, amugeza i Mahanayimu.

9Nuko aramwimika ngo abe umwami wa Gilihadi, Asheri na Yizireyeli, kimwe na Efurayimu, Benyamini na Israheli yose.

10Ishibosheti mwene Sawuli yari afite imyaka mirongo ine, ubwo yabaga umwami wa Israheli kandi amara imyaka ibiri ku ngoma. Ariko inzu ya Yuda yo ikayoboka Dawudi.

11Dawudi yamaze imyaka irindwi n'amezi atandatu i Heburoni, ari umwami wa Yuda.

### Intambara ya Yuda na Israheli i Gibewoni

12Abuneri mwene Neri n'abagaragu ba Ishibosheti mwene Sawuli, bava i Mahanayimu berekeza i Gibewoni.

13Yowabu mwene Seruya n'abagaragu ba Dawudi, na bo barasohoka. Nuko bahurira ku kidendezi cy'i Gibewoni, baca ingando bamwe hakurya abandi hakuno y'icyo kidendezi.

14Abuneri abwira Yowabu, ati «Ndagusabye ngo abasore bahaguruke, maze barwanire imbere yacu!» Yowabu aramusubiza ati «Ngaho nibahaguruke!»

15Barahaguruka maze barababarura: cumi na babiri bo kwa Benyamini na Ishibosheti mwene Sawuli, na cumi na babiri bo mu bagaragu ba Dawudi.

16Buri muntu asumirana n'uwo bashyamiranye, amusogota inkota mu mbavu, nuko bose bacurangukira icyarimwe. Kubera iyo mpamvu aho hantu bahise «Umurima


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

w'imbavu»; ukaba uri i Gibewoni.

17Uwo munsi intambara irakara cyane, maze Abuneri n'Abayisraheli batsindwa n'abagaragu ba Dawudi.

18Aho kandi hakaba abahungu batatu ba Seruya, ari bo Yowabu, Abishayi na Asaheli. Uwo Asaheli akagira akarenge kabuhiriye, boshye ingeragere yo mu gasozi.

19Nuko Asaheli akurikirana Abuneri, ubudakebuka iburyo cyangwa ibumoso.

20Abuneri arahindukira aramubaza ati «Asaheli, mbese ni wowe?» Undi aramusubiza ati «Ni jyewe.»

21Abuneri aramubwira ati «Gana iburyo cyangwa ibumoso, ufate umwe mu basore banjye, maze ibyo umucuje ubitware.» Ariko we yanga kumuvirira.

22Abuneri yongera kubwira Asaheli, ati «Sigaho, rekera aho kunkurikirana! Cyangwa se ngombe kugutsinda aha ngaha? Ariko se ubwo nazarebana nte na mukuru wawe Yowabu?»

23Ariko Asaheli yanga kwigirayo, Abuneri ni ko kumutikura umuhunda w'icumu rye mu nda uhinguka inyuma, agwa aho ngaho maze arapfa. Nuko abageze aho Asaheli yaguye, bose bagahagarara.

24Yowabu na Abishayi bakurikira Abuneri, izuba rirenga bageze ku musozi wa Ama, uri mu burasirazuba bwa Giya, ku nzira igana mu butayu bw'i Gibewoni.

25Ababenyamini barakorana bakikije Abuneri, biremamo itsinda rimwe, maze bahagarara mu mpinga y'umusozi,

26Abuneri ahamagara Yowabu aramubaza ati «Mbese inkota izakomeza ubudatuza kubaga abantu? Ntuzi se ko amaherezo ibyo bizarangira mu mubabaro? Uzabwira ryari abantu bawe kureka gukurikirana abavandimwe babo?»

27Yowabu aramusubiza ati «Ndahiye Imana ko iyo utajya kuba ubivuze, abantu batari kurorera gukurikirana abavandimwe babo, kugeza ko bucya.»

28Nuko Yowabu avuza ihembe; abantu bose barahagarara, barekera aho gukurikirana Israheli, kandi ntibongera kurwana ukundi.

29Abuneri n'ingabo ze bagenda ijoro ryose, banyura muri Araba, bambuka Yorudani, berekeza i Betironi maze bagera i Mahanayimu.

30Ubwo Yowabu areka gukurikira Abuneri, akoranyiriza hamwe imbaga yose. Ahamagaye, mu bagaragu ba Dawudi haburamo abantu cumi n'icyenda na Asaheli.

31Abagaragu ba Dawudi bo bari bishe abantu magana atatu na mirongo itandatu mu Babenyamini no mu ngabo za Abuneri.

32Nuko baterura Asaheli, bamuhamba mu mva ya se i Betelehemu. Yowabu n'ingabo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ze bagenda ijoro ryose, bucya bageze i Heburoni.

## Icya kabiri cya Samweli 3

1Ubwo inzu ya Sawuli n'iya Dawudi zirwana intambara y'urudaca. Dawudi
akarushaho gukomera, naho inzu ya Sawuli ntihweme gucika intege.

### Abahungu ba Dawudi yabyariye i Heburoni
(1 Mateka 3,1–4)

2I Heburoni, Dawudi ahabyarira abahungu. Uw'imfura yitwaga Aminoni, yabyaranye
na Ahinowamu w'Umunyeyizireyeli;

3uw'ubuheta akaba Kileyabi, wa Abigayila muka Nabali w'i Karumeli, uwa gatatu ni
Abusalomu, umuhungu wa Maka mwene Talimayi, umwami wa Geshuri;

4uwa kane ni Adoniya, umuhungu wa Hagita; uwa gatanu ni Shefatiya, umuhungu wa
Abitali;

5uwa gatandatu ni Yitereyamu, wa Egala muka Dawudi. Abo ni bo bahungu ba
Dawudi yabyariye i Heburoni.

### Abuneri yangana na Ishibosheti

6Igihe cy'intambara y'inzu ya Sawuli n'iya Dawudi, Abuneri we yakomezaga
kwibonamo umuntu ukomeye kwa Sawuli.

7Sawuli yari yarahoranye inshoreke yitwaga Risipa, umukobwa wa Aya. Ishibosheti
abaza Abuneri, ati «Ni kuki watashye ku nshoreke ya data?»

8Nuko Abuneri arakazwa cyane n'ayo magambo ya Ishibosheti, aramubwira ati
«Mbese ndi imbwa y'Umuyuda? Kugeza ubu nagiriye neza inzu ya so Sawuli,
abavandimwe be n'incuti ze, sinagutereranye ngo ugwe mu biganza bya Dawudi,
none ushatse kumpamya icyaha n'uyu mugore!

9Kuva ubu rero Imana irankoreshe uko ishaka, nindakorera Dawudi ibyo Uhoraho
yamurahiye:

10kuvana ubwami mu nzu ya Sawuli no gushinga ingoma ya Dawudi kuri Israheli no
kuri Yuda, uhereye i Dani, ukageza i Berisheba.»

11Ishibosheti ntiyagira icyo asubiza Abuneri, kuko yari amuteye ubwoba.

### Abuneri yiyunga na Dawudi

12Abuneri yohereza intumwa kwa Dawudi mu izina rye, avuga ati «Mbese iki gihugu
ni icya nde?» Arongera kandi ati «Tugirane isezerano, maze nzagufashe kwigarurira
Israheli yose.»

13Dawudi aramusubiza ati «Ibyo ni byo! Ngiye kugirana nawe isezerano, ariko icyo
ngusaba ni kimwe: ntuzantunguke imbere, utabanje kunzanira Mikali umukobwa wa

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Sawuli, ubwo uzaza kunyiyereka.»

14Ubwo Dawudi yohereza intumwa kwa Ishibosheti mwene Sawuli, aramubwira ati «Nyohererereza umugore wanjye Mikali, nakoye ibinyita ijana bikebwe ku Bafilisiti.»

15Nuko Ishibosheti yohereza abamuvana iw'umugabo we Palitiyeli mwene Layishi.

16Umugabo aramuherekeza kugera i Bahurimu, yari amukurikiye arira. Ariko Abuneri aramubwira ati «Genda subira imuhira!» Nuko asubirayo.

17Bukeye, Abuneri aganira n'abakuru b'imiryango ya Israheli, arababwira ati «Hashize igihe kirekire mushaka ko Dawudi ababera umwami.

18None igihe kirageze. Koko rero, dore ibyo Uhoraho yavuze kuri Dawudi: 'Ku bw'ikiganza cya Dawudi umugaragu wanjye, nzarokora umuryango wanjye Israheli ikiganza cy'Abafilisiti nyirokore n'ikiganza cy'abanzi bayo bose.'»

19Ibyo byose Abuneri abibwira n'Ababenyamini. Hanyuma ajya i Heburoni kubwira Dawudi ibyashimishije Israheli yose, n'inzu yose ya Benyamini ikabyemera.

20Nuko Abuneri n'abantu makumyabiri bamuherekeje, ajya kureba Dawudi i Heburoni. Dawudi azimanira Abuneri na bagenzi be.

21Abuneri abwira Dawudi, ati «Ngiye gukoranyiriza Israheli yose imbere y'umwami, umutegetsi wanjye. Bazagirana nawe isezerano, maze utegeke aho wifuza hose.» Dawudi areka Abuneri, yigendera mu mahoro.

### Yowabu yica Abuneri

22Ariko abagaragu ba Dawudi na Yowabu baza gutahuka bavuye mu ntambara, bazanye iminyago myinshi cyane. Abuneri ntiyari akiri i Heburoni kwa Dawudi, kuko yari yamuretse akagenda mu mahoro.

23Igihe Yowabu n'ingabo ze bageze aho, baza kubwira Yowabu, bati «Abuneri mwene Neri yaje ibwami, maze umwami aramwihorera, yigendera mu mahoro.»

24Yowabu asanga umwami maze aramubaza ati «Ibyo wakoze ni ibiki? Dore Abuneri yaje iwawe! Ni kuki wamurekuye akagenda?

25Uramuzi Abuneri mwene Neri: yazanywe no kukwinja, kugira ngo amenye itabara n'itabaruka ryawe, no kugira ngo amenye ibyo ukora byose.»

26Yowabu ngo asohoke kwa Dawudi, yohereza intumwa gukurikira Abuneri; bamugarurira ku iriba rya Sira, ariko Dawudi atabimenye.

27Abuneri akigera i Heburoni, Yowabu amujyana imbere mu rugo ahiherereye, mbese nk'ugiye kuganira na we bitonze. Bahageze, amutikura mu nda aramwica, kugira ngo ahorere amaraso ya murumuna we Asaheli.

28Hanyuma Dawudi ngo abyumve aravuga ati «Jye n'ubwami bwanjye iteka ryose mu


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

maso y'Uhoraho, turi abere b'amaraso ya Abuneri mwene Neri.

29Ahubwo azahame Yowabu n'umuryango we wose! Ntihazagire ubwo habura mu nzu ya Yowabu, abantu bafatwa n'ibisebe bininda amaraso, ibibembe, abanyantege nke, abicwa n'inkota cyangwa ababura ibyo kurya!»

30Abuneri yari yarishe Asaheli murumuna wabo mu ntambara y'i Gibewoni, ari na cyo cyatumye Yowabu na Abishayi umuvandimwe we bamwica.

31Dawudi abwira Yowabu n'abari kumwe na we bose, ati «Nimushishimure imyambaro yanyu, mukenyere ibigunira maze muririre Abuneri.» Nuko Dawudi aherekeza ikiriba cye.

32Abuneri bamuhamba i Heburoni. Umwami aririra hejuru y'imva ya Abuneri, maze n'imbaga yose isesa amarira.

33Hanyuma umwami agira amaganya kubera Abuneri, maze aravuga ati

34«Mbese Abuneri we, wari ukwiye gupfa urw'umugome? Amaboko yawe nta bwo yari aboshye, ibirenge byawe ntibyari mu minyururu. Nk'uko umuntu agwa imbere y'abagome, nawe ni ko waguye!» Nuko imbaga yose yongera kumuririra.

35Hanyuma imbaga yose ihatira Dawudi kugira icyo arya butarira. Ariko Dawudi arabarahira, ati «Imana inkorere icyo ishaka cyose, niba ndiye ku mugati cyangwa ikindi icyo ari cyo cyose, mbere y'uko izuba rirenga!»

36Imbaga yose irabimenya kandi irabyishimira; ndetse n'ibyo umwami yakoraga byose, ni ko byemerwaga na bose.

37Uwo munsi, imbaga yose na Israheli yose bumviraho ko ukwicwa kwa Abuneri mwene Neri atari igikorwa cy'umwami.

38Nuko umwami abwira abagaragu be, ati «Ntimuzi se ko uyu munsi muri Israheli hapfuye umutware, umuntu ukomeye?

39Uyu munsi nanjye nacitse intege n'ubwo nasizwe amavuta y'ubwami; kandi bariya bahungu ba Seruya bandusha gukaza umurego mu kumena amaraso. Ariko Uhoraho yitura umugiranabi, akurikije ububi bwe!»

## Icya kabiri cya Samweli 4

### Bahana na Rekabu bica Ishibosheti

1Bukeye, Ishibosheti mwene Sawuli ngo yumve ko Abuneri yiciwe i Heburoni, acika intege na Israheli yose ikuka umutima.

2Kwa mwene Sawuli hakaba abagabo babiri b'abatware b'udutsiko; umwe yitwaga Bahana, undi akitwa Rekabu. Bari bene Rimoni w'i Beyeroti, bakaba Ababenyamini, kuko Beyeroti na yo yarebwagaho kuba umwe mu migi ya Benyamini.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Abantu b'i Beyeroti bari barahungiye i Gitayimu, maze bigumirayo kugeza na n'ubu.

4Ubwo hakaba hakiriho umwana wa Yonatani mwene Sawuli wari wararemaye
amaguru yombi. Yari afite imyaka itanu ubwo inkuru y'urupfu rwa Sawuli na
Yonatani yavaga i Yizireyeli. Umurezi we ni bwo yamuteruye kugira ngo ahunge,
maze kubera kwihuta, umwana yitura hasi maze agumya gucumbagira atyo. Uwo
mwana yitwaga Mefibosheti.

5Bukeye, ba bahungu ba Rimoni w'i Beyeroti, ari bo Rekabu na Bahana, baragenda
bagera kwa Ishibosheti ku manywa y'ihangu. Naho we akaba araryamye aruhuka saa
sita.

6Umugore w'umunyarugi wajonjoraga ingano na we yarahunyizaga maze arasinzira.

7Rekabu n'umuvandimwe we binjira bwombo mu nzu aho Ishibosheti yari aryamye
mu cyumba. Nuko baramwica maze bamuca umutwe. Hanyuma batwara umutwe we,
bagenda ijoro ryose banyuze Araba.

8Nuko uwo mutwe wa Ishibosheti bawuzanira Dawudi i Heburoni, babwira umwami
bati «Dore umutwe wa Ishibosheti mwene Sawuli, umwanzi wawe wahoraga agenza
ubuzima bwawe. Uyu munsi, uhoraho yahaye umwami, umutegetsi wanjye,
kwihorera kuri Sawuli n'urubyaro rwe.»

9Dawudi asubiza Rekabu na Bahana umuvandimwe we, bene Rimoni w'i Beyeroti, ati
«Ndahiye Uhoraho, wankijije abashakaga kunyica bose!

10Umuntu waje kumbikira ngo 'Sawuli yapfuye', na we yibwiraga ko anzaniye inkuru
nziza. Ariko naramufashe mwicira i Sikilage. Icyo ni cyo gihembo namuhembeye
inkuru nziza ye!

11None se mu by'ukuri, nk'aba bagome biciye intungane mu nzu ye, ku buriri bwe,
singomba se nonaha kubaryoza amaraso ye akiri ku biganza byanyu, nkabavana ku
isi ?»

12Maze Dawudi ategeka abasore be barabica. Babaca ibiganza n'ibirenge, babibamba
hafi y'ikidendezi cy'i Heburoni. Naho umutwe wa Ishibosheti bawuhamba mu mva
ya Abuneri, i Heburoni.

## Icya kabiri cya Samweli 5

### Dawudi aba umwami wa Israheli

(1 Mateka 11,1–3)

1Imiryango yose ya Israheli isanga Dawudi i Heburoni, maze iramubwira iti «Ngaho
twitegereze, turi amagufa yawe n'umubiri wawe.

2Kera, igihe Sawuli yari akiri umwami wacu, ni wowe watabaranaga na Israheli kandi
ugatabarukana na yo. Kandi rero, Uhoraho yarakubwiye ati 'Ni wowe uzaragira
umuryango wanjye Israheli, kandi ni wowe uzaba umutware wa Israheli.'»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Nuko abakuru b'imiryango ya Israheli bose basanga umwami i Heburoni, maze umwami Dawudi agirana na bo isezerano i Heburoni imbere y'Uhoraho, nuko basiga Dawudi amavuta, aba umwami wa Israheli yose.

4Ubwo Dawudi abaye umwami, yari afite imyaka mirongo itatu; amara imyaka mirongo ine ku ngoma.

5Yabaye umwami wa Yuda imyaka irindwi n'amezi atandatu atuye i Heburoni, aba umwami wa Yuda na Israheli imyaka mirongo itatu n'itatu atuye i Yeruzalemu.

### Dawudi afata Yeruzalemu

(1 Mateka 11,4–9; 14,1–2)

6Hanyuma umwami n'ingabo ze batera i Yeruzalemu kurwanya Abayebuzi bari batuye icyo gihugu. Nuko babwira Dawudi, bati «Ntuzinjira hano, impumyi n'abacumbagurika ni bo bazabikubuza!» Ibyo byashakaga kuvuga ngo «Dawudi ntazinjira hano!»

7Nyamara Dawudi afata ikigo cya Siyoni , gihinduka 'Umurwa wa Dawudi.'

8Kuri uwo munsi Dawudi yari yavuze ati «Ushaka gutsinda Abayebuzi, ni ngombwa ko anyura ku mugezi... Naho abo bacumbagurika n'impumyi, bo banteye iseseme!» (Ni yo mpamvu banavuze bati «Impumyi n'abacumbagira, ntibazinjira mu Ngoro y'Uhoraho.»)

9Dawudi aba muri icyo kigo; acyita 'Umurwa wa Dawudi.' Hanyuma yubakisha impande zose urukuta ruwukikije, uhereye i Milo ukageza imbere yawo.

10Dawudi akajya arushaho gukomera, kandi Uhoraho Imana Umugaba w'ingabo yari kumwe na we.

11Bukeye, Hiramu umwami w'i Tiri, yohereza intumwa kuri Dawudi, n'ibiti by'amasederi, ababaji b'ibiti n'ab'amabuye yo kubaka inkuta, maze bubakira Dawudi ingoro.

12Nuko Dawudi amenyeraho ko Uhoraho yamugize umwami wa Israheli, kandi ko yari akujije ubwami bwe kubera Israheli, umuryango we.

### Abahungu ba Dawudi bavukiye i Yeruzalemu

(1 Mateka 3,5–9; 14,3–7)

13Aho yimukiye i Heburoni, Dawudi yakomeje gufata inshoreke n'abandi bagore i Yeruzalemu, nuko yongera kubyara abahungu n'abakobwa.

14Dore amazina y'abo yabyariye i Yeruzalemu: Shamuwa, Shobabu, Natani, Salomoni,

15Yibuhari, Elishuwa, Nefegi, Yafiya,

16Elishama, Eliyada na Elifeleti.

### Dawudi atsinda Abafilisiti

(1 Mateka 14,8–16)


© 2012, Bible Society of Rwanda.

17 Bukeye, Abafilisiti bamenya ko Dawudi yasizwe amavuta, kugira ngo abe umwami wa Israheli. Nuko Abafilisiti bose barazamuka, bajya guhiga Dawudi. Dawudi na we arabimenya, maze aramanuka ajya mu buhungiro.

18 Ubwo Abafilisiti baraza, badendeza mu kibaya cy'Abarefayimu.

19 Dawudi ni ko kubaza Uhoraho, ati «Mbese nzamuke ntere Abafilisiti? Uri bubagabize ibiganza byanjye?» Uhoraho asubiza Dawudi, ati «Zamuka! Ndagabiza Abafilisiti ibiganza byawe.»

20 Nuko Dawudi ajya i Behali-Perasimu arabatsinda, maze aravuga ati «Uhoraho yaciye icyuho mu banzi banjye, kimeze nk'icyahombowe n'amazi.» Ni yo mpamvu aho hantu bahise Behali- Perasimu, ari byo kuvuga ngo 'Umutware w'ibyuho.'

21 Abafilisiti basiga amashusho y'ibigirwamana byabo aho ngaho, Dawudi n'ingabo ze barayatwara.

22 Na none, Abafilisiti bongera kuzamuka, maze badendeza mu kibaya cy'Abarefayimu.

23 Dawudi abaza Uhoraho, ni ko kumusubiza ati «Ntubatere ubaturutse imbere, ahubwo hindukira uturuke inyuma yabo, ahateganye n'ishyamba.

24 Niwumva ikiriri gihinda giturutse hejuru y'ishyamba, uhutireho! Ubwo Uhoraho araba ari bujye imbere yawe, kugira ngo utsinde Abafilisiti.»

25 Dawudi abigenza uko Uhoraho yamutegetse, atsinda Abafilisiti kuva i Gibewoni kugeza mu mwinjiro wa Gezeri.

## Icya kabiri cya Samweli 6

### Dawudi yimurira Ubushyinguro i Yeruzalemu

(1 Mateka 13,1–14)

1 Dawudi yongera gukoranyiriza hamwe ingabo ibihumbi mirongo itatu z'ingenzi muri Israheli.

2 Ubwo Dawudi aherako arahaguruka n'abari kumwe na we bose, aramanuka ajya i Bahala muri Yuda, kugira ngo bazamukane Ubushyinguro bw'Imana, ari na bwo bavugiyeho Izina ry'Uhoraho Umugaba w'ingabo, utetse ku Bakerubimu.

3 Nuko bashyira Ubushyinguro bw'Imana ku igare rishya, babuvana mu nzu ya Abinadabu yari mu mpinga y'umusozi. Uza na Ahiyo abahungu ba Abinadabu, bayobora iryo gare rishya.

4 Uza yagendaga iruhande rw'Ubushyinguro bw'Imana, naho Ahiyo akabugenda imbere.

5 Dawudi n'umuryango wose wa Israheli bagendaga biyereka imbere y'Uhoraho, bacuranga mu majwi menshi y'inanga, imiduri, iningiri, ingoma n'ibinyuguri.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6Bageze ku mbuga y'i Nakoni, Uza arambura ukuboko kwe akwerekeje ku Bushyinguro bw'Imana araburamira, kuko ibimasa byakururaga igare byari bitsikiye.

7Ubwo Uhoraho arakarira Uza, maze Imana imutsinda aho kubera icyo cyaha cye. Apfira aho bugufi y'Ubushyinguro bw'Imana.

8Dawudi arababara, kubera ko Uhoraho yari abaciyemo icyuho, yica Uza. Na n'ubu aho hantu hitwa 'Peresi-Uza', ari byo kuvuga 'Icyuho cya Uza.'

9Uwo munsi Dawudi atinya Uhoraho, maze aravuga ati «Ubundi Ubushyinguro bw'Uhoraho bwashoboraga bute kuza iwanjye?»

10Dawudi rero yanga kujyana Ubushyinguro bw'Imana iwe, mu Murwa wa Dawudi, ahubwo abugarura mu rugo rwa Obedi-Edomu w'Umugiti.

11Ubushyinguro bw'Uhoraho bumara kwa Obedi- Edomu w'Umugiti amezi atatu, nuko Uhoraho aha umugisha Obedi-Edomu n'urugo rwe rwose.

### Ubushyinguro bugera i Yeruzalemu

(1 Mateka 15,25—16.3)

12Bukeye, baza kubwira Dawudi, bati «Uhoraho yahaye umugisha urugo rwa Obedi-Edomu n'ibyo atunze byose kubera Ubushyinguro bw'Imana.» Dawudi rero ni ko kugenda, avana Ubushyinguro bw'Imana mu rugo rwa Obedi-Edomu, maze abujyana mu Murwa wa Dawudibishimye cyane.

13Nuko abahetse Ubushyinguro bw'Uhoraho ngo bamare gutera intambwe esheshatu, Dawudi atura ikimasa n'inyana y'umushishe ho igitambo.

14Ubwo ni ko Dawudi yiyerekaga imbere y'Uhoraho n'imbaraga ze zose, kandi yari akenyeye n'agatambaro kaboshye muri hariri.

15Dawudi n'umuryango wa Israheli bazamukana Ubushyinguro bw'Uhoraho, bavuza urwamo rw'ibyishimo n'amakondera.

16Nuko Ubushyinguro bw'Uhoraho butaha mu Murwa wa Dawudi. Mikali, umukobwa wa Sawuli, arebera mu idirishya, abona umwami Dawudi wasimbukaga, yiyereka imbere y'Uhoraho, maze yumva mu mutima we amuhinyuye.

17Binjiza Ubushyinguro bw'Uhoraho, maze babushyira aho bwateguriwe hagati mu ihema Dawudi yari yarabwubakiye. Maze Dawudi atura ibitambo bitwikwa imbere y'Uhoraho, n'ibitambo by'ubuhoro.

18Igihe Dawudi amaze gutura ibitambo bitwikwa n'iby'ubuhoro, aha umugisha umuryango w'Uhoraho Umugaba w'ingabo.

19Hanyuma agaburira umuryango wose; imbaga yose ya Israheli, abagabo n'abagore, aha buri wese akagati, umurwi w'inyama n'iseri ry'imizabibu yumye, maze imbaga

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

yose irataha, umwe iwe undi iwe.

20Dawudi na we arataha, kugira ngo ahe umugisha urugo rwe. Mikali, umukobwa wa Sawuli, asohoka asanganiye Dawudi, aramubwira ati «Mbega ukuntu uyu munsi umwami wa Israheli yihaye icyubahiro, yiyambura imbere y'abaja n'abacakara be, boshye umuntu utagira agaciro!»

21Nuko Dawudi asubiza Mikali, ati «Nabikoreye imbere y'Uhoraho wantoranyije, akandutisha so n'inzu ye yose maze akangira umutware wa Israheli, umuryango w'Uhoraho, kandi nzakomeza kwicisha bugufi imbere y'Uhoraho!

22Nzaba insuzugurwa mu maso yawe, naho imbere y'abaja uvuga, nziyubahisha.»

23Nuko Mikali, umukobwa wa Sawuli, ntiyongera kubyara kugeza gupfa.

## Icya kabiri cya Samweli 7

### Ubuhanuzi bwa Natani

(1 Mateka 17,1–15)

1Ubwo rero umwami atura mu ngoro ye, kandi Uhoraho amuha ihumure, amukiza abanzi bose bari bamukikije.

2Bukeye, umwami abwira umuhanuzi Natani, ati «Dore ntuye mu nzu y'ibiti by'amasederi, naho Ubushyinguro bw'Imana bukaba mu ihema!»

3Natani abwira umwami, ati «Icyo utekereza gukora cyose, genda ugikore, kuko Uhoraho ari kumwe nawe.»

4Nuko muri iryo joro, ijambo ry'Uhoraho rigera kuri Natani muri aya magambo:

5«Genda ubwire umugaragu wanjye Dawudi uti 'Dore uko Uhoraho avuze: Aho ni wowe uzanyubakira inzu, kugira ngo nyituremo?

6Nta bwo nigeze ntura mu nzu, kuva ubwo nakuraga Abayisraheli mu Misiri kugeza uyu munsi, ahubwo nagendaga mu ihema ariho ntuye.

7Ese mu gihe cyose nagendanaga n'Abayisraheli, hari ijambo na rimwe nigeze mbwira umwe mu batware ba Israheli nashyiriyeho kuragira umuryango wanjye Israheli, nti: Kuki mutanyubakiye inzu y'amasederi?

8None rero, uzabwire umugaragu wanjye Dawudi, uti: Dore uko Uhoraho, Umugaba w'ingabo avuze: Ni jye wakuvanye mu rwuri inyuma y'amatungo, kugira ngo ube umutware wa Israheli, umuryango wanjye.

9Nari kumwe nawe aho wajyaga hose, ngukiza abanzi bose bari baguhagurukiye. Izina ryawe nzarigira ikirangirire, mbese nk'iry'abandi bakomeye bo ku isi.

10Nzagenera Israheli umuryango wanjye ahantu nyihashyire, ihature ari ahayo bwite. Ntizajegajega ukundi kandi abagome ntibazongera kuyibuza uburyo, nk'uko


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

byagendaga kera,

11mbese kuva igihe nshyizeho Abacamanza ngo bategeke Israheli umuryango wanjye kugeza na n'ubu. Naguhaye ihumure, ngukiza abanzi bawe bose, ndetse Uhoraho akubwiye ko we ubwe azakubakira inzu.

12N'igihe iminsi yawe izaba yarangiye, maze ukazaba uri kumwe n'abasokuruza bawe, nzakomeza inkomoko yawe inyuma yawe; nzimika uzagukomokaho wowe ubwawe, kandi nkomeze ubwami bwe.

13Uwo ni we uzubakira Inzu izina ryanjye, kandi nzakomeza ingoma ye iteka ryose.

14Nzamubera umubyeyi, na we ambere umwana. Nakora nabi nzamukosora, muhanishe inkoni nk'abantu, kandi mukubite izitamwica.

15Ariko imbabazi zanjye ntizizamuvaho, nk'uko nazivanye kuri Sawuli nakuye imbere yawe.

16Inzu yawe n'ubwami bwawe bizahora imbere yanjye iteka, n'ingoma yawe izakomere iteka ryose.'»

17Natani abwira atyo Dawudi, akurikije ayo magambo yose n'iryo bonekerwa ryose.

### Isengesho rya Dawudi

(1 Mateka 17,16–27)

18Nuko umwami Dawudi aza kwicara imbere y'Uhoraho, aravuga ati «Ndi nde, Nyagasani Uhoraho, kandi inzu yanjye ni iyihe, kugira ngo ube ungejeje aha ngaha?

19None Nyagasani, usanze ibyo bidahagije, maze uhishurira umugaragu wawe uko inzu ye izamera no mu bihe bizaza! Mbese ni uko ukunda kugenzereza abantu, Nyagasani Uhoraho?

20Ese, aho Dawudi ashobora kongera kugira icyo akubwira, kandi wowe uzi neza umugaragu wawe, Nyagasani Uhoraho?

21Ukurikije umugambi w'umutima wawe wangiriye ubu buntu bungana butya, bwo kumenyesha ibyo byose umugaragu wawe.

22Koko uri intagereranywa, Nyagasani Uhoraho, nta wundi muhwanye, kandi uretse wowe nta yindi Mana ibaho, duhereye ku byo twiyumviye n'amatwi yacu byose!

23Kandi nta wundi muryango uhwanye na Israheli, umuryango wawe! Mbese ku isi yose hari umuryango n'umwe wahagurukiye gucungura, ukawugira uwawe, ukawuha izina ry'ikirangirire nk'uko wagenjereje Israheli umuryango wawe? Haba se hari undi muryango wakoreye ibintu by'agatangaza bingana bityo, ukirukana imbere yawo amahanga menshi hamwe n'imana zayo?

24Wihangiye Israheli, umuryango wawe, kugira ngo ube iteka umuryango wawe bwite, kandi wowe Uhoraho, ube Imana yabo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

25None rero, Uhoraho Mana yanjye, ijambo wavuze ku mugaragu wawe n'urubyaro rwe urikomeze iteka, kandi urirangize uko wabyivugiye.

26Izina ryawe nirikuzwe iteka ryose, kandi bavuge bati 'Uhoraho, Umugaba w'ingabo ni Imana ya Israheli!' Nuko inzu ya Dawudi umugaragu wawe izakomere imbere yawe.

27Kuko ari wowe ubwawe, Uhoraho, Mugaba w'ingabo, Mana ya Israheli, wabihishuriye umugaragu wawe uvuga uti 'Nzakubakira inzu.' Ngiyo impamvu umugaragu wawe yatinyutse kuvuga iri sengesho.

28Ikindi kandi, Nyagasani Uhoraho, ni wowe Mana; amagambo yawe akaba ukuri, kandi ukaba usezeranyije umugaragu wawe iryo hirwe.

29Nuko rero, ugire ubuntu uhe inzu y'umugaragu wawe umugisha, kugira ngo ihore iteka imbere yawe. Kuko ari wowe, Nyagasani Uhoraho, ubivuze, kandi ku bw'umugisha wawe, inzu y'umugaragu wawe ijye ihabwa imigisha iteka ryose.»

## Icya kabiri cya Samweli 8

### Dawudi atsinda amahanga amukikije

(1 Mateka 18,1–13)

1Nyuma y'ibyo, Dawudi atsinda Abafilisiti maze arabacogoza, abanyaga n'ubutegetsi bwabo.

2Atsinda n'Abamowabu, abarambika hasi maze abageresha umugozi; agera inkubwe ebyiri z'umugozi ku bari bwicwe, n'indi nkubwe imwe yuzuye y'umugozi ku bagomba kurokoka. Nuko Abamowabu bahinduka abagaragu ba Dawudi, bakamuha imisoro.

3Dawudi atsinda Hadadezeri mwene Rehobu, umwami w'i Soba, ubwo Hadadezeri uwo yari amaze kugenda, agira ngo yigarurire uruzi rwa Efurati.

4Nuko Dawudi amutwara abantu igihumbi na magana arindwi mu ngabo zigendera ku mafarasi, n'ibihumbi makumyabiri mu zigenza amaguru. Dawudi atema ibitsi by'amafarasi yose akurura amagare, ariko asigaza amafarasi ijana.

5Bukeye, Abaramu b'i Damasi baza gutabara Hadadezeri, umwami w'i Soba. Ariko Dawudi yicamo abantu ibihumbi makumyabiri na bibiri.

6Nuko Dawudi ashyiraho abatware muri Aramu y'i Damasi, maze Abaramu bahinduka abagaragu ba Dawudi, bakamuha imisoro. Uhoraho yahaga Dawudi gutsinda, aho yateraga hose.

7Dawudi afata ingabo za zahabu, abagaragu ba Hadadezeri bikingiraga, azijyana i Yeruzalemu.

8Naho mu migi ya Hadadezeri, Tebahi na Berotayi, umwami Dawudi ahanyaga

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

imiringa myinshi.

[9]Towu, umwami w'i Hamati yumva ko Dawudi yatsinze ingabo zose za Hadadezeri.

[10]Towu aherako yohereza umuhungu we Yoramu kumuramutsa, no kumushimira ko yatsinze Hadadezeri, kuko Hadadezeri yari umwanzi wa Towu. Yoramu amushyira ibintu byiza bya feza, zahabu n'umuringa.

[11]Na byo umwami Dawudi abitura Uhoraho, hamwe n'ifeza na zahabu yari yaramutuye, abikuye mu mahanga yose yatsinze:

[12]ibya Aramu, ibya Mowabu, ibya bene Hamoni, iby'Abafilisiti n'iby'Abamaleki, kimwe n'iminyago yanyaze Hadadezeri mwene Rehobu, umwami w'i Soba.

[13]Nuko Dawudi aba ikirangirire, ubwo yari atabarutse avuye gutsinda Abaramu ibihumbi cumi n'umunani mu kibaya cy'Umunyu.

[14]Ashyira abatware muri Edomu yose, maze Abanyedomu bahinduka abagaragu ba Dawudi. Uhoraho agaha Dawudi gutsinda, aho yateraga hose.

### Abafasha ba Dawudi

(1 Mateka 18,14–17)

[15]Dawudi ategeka Israheli yose, agashyiraho amategeko kandi agacira imanza umuryango wose.

[16]Yowabu mwene Seruya yari umugaba w'ingabo; Yehoshafati mwene Ahiludi yari umunyamabanga w'umwami;

[17]Sadoki mwene Ahitubi na Ahimeleki mwene Abiyatari, bari abaherezabitambo; naho Seraya akaba umwanditsi;

[18]Benayahu mwene Yehoyada yategekaga Abakereti n'Abapeleti, n'abahungu ba Dawudi bari abaherezabitambo.

## Icya kabiri cya Samweli 9

### Dawudi yakira Mefibosheti

[1]Nuko bukeye, Dawudi arabaza ati «Mbese hari uwaba yararokotse wo mu nzu ya Sawuli, ngo mubere indahemuka kubera Yonatani?»

[2]Mu nzu ya Sawuli hari umugaragu witwaga Siba, baramuhamagaza aza kwa Dawudi. Umwami aramubaza ati «Ni wowe Siba?» Na we arasubiza ati «Ni jye, umugaragu wawe.»

[3]Umwami aramubaza ati «Harya nta muntu n'umwe wo mu nzu ya Sawuli waba akiriho, ngo mugirire igikorwa cy'ubudahemuka, gishimwa n'Imana?» Siba asubiza umwami ati «Haracyariho umuhungu wa Yonatani, wamugaye amaguru yombi.»

[4]Umwami aramubaza ati «Aba hehe?» Siba asubiza umwami, ati «Aba kwa Makiri

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mwene Amiyeli i Lodebari.»

5Umwami aherako amwohereza kumushaka kwa Makiri mwene Amiyeli, i Lodebari.

6Nuko Mefibosheti mwene Yonatani, umuhungu wa Sawuli, agera kwa Dawudi. Ahageze, agwa yubamye ku butaka, aramupfukamira. Dawudi aramuhamagara ati «Mefibosheti!» Undi ati «Karame! Umugaragu wawe ndi hano!»

7Dawudi aramubwira ati «Ntugire ubwoba na gato; sinzaguhemukira kubera so Yonatani. Nzagusubiza ubutaka bwose bw'umukurambere wawe Sawuli, kandi nawe ubwawe, uzajya urira ku meza yanjye iminsi yose.»

8Mefibosheti arapfukama, aravuga ati «Umugaragu wawe yaba ari nde kugira ngo umwiteho, kandi jyewe ndi nk'imbwa yapfuye!»

9Umwami ahamagara Siba, umugaragu wa Sawuli, aramubwira ati «Ibyari ibya Sawuli n'inzu ye byose, mbigabiye umuhungu wa shobuja.

10Naho wowe n'abahungu bawe n'abagaragu bawe muzamukorera, muhinge imirima ye, muzanire ibyo kurya umuhungu wa shobuja. Kandi Mefibosheti mwene shobuja, azajya arira ku meza yanjye iminsi yose.» Ubwo Siba yari afite abahungu cumi na batanu n'abagaragu makumyabiri.

11Nuko Siba abwira umwami ati «Umugaragu wawe azakora uko umwami, umutegetsi wanjye, abitegetse umugaragu we.» Mefibosheti rero yariraga ku meza y'umwami nk'umwe mu bahungu b'umwami.

12Mefibosheti na we yari afite umwana w'umuhungu witwa Mika. Kandi n'abari mu rugo rwa Siba bose, bari abagaragu ba Mefibosheti.

13Mefibosheti yari atuye i Yeruzalemu, kuko yasangiraga iteka n'umwami. Yaracumbagiraga kuko yari yararemaye amaguru yombi.

## Icya kabiri cya Samweli 10

### Abahamoni basuzugura intumwa za Dawudi

(1 Mateka 19,1–5)

1Nyuma y'ibyo, umwami w'Abahamoni aza gupfa, maze umuhungu we Hanuni amusimbura ku ngoma.

2Nuko Dawudi aravuga ati «Sinzahemukira Hanuni mwene Nahashi, nk'uko se na we atampemukiye.» Dawudi ni ko kohereza abagaragu be kumuhoza mu kababaro k'urupfu rwa se. Bityo, abagaragu ba Dawudi bagera mu gihugu cy'Abahamoni.

3Ariko abatware b'Abahamoni babwira umwami wabo Hanuni, bati «Uratekereza ko Dawudi akohereje abo bantu be kuguhoza ari uko yubashye so? Ntuzi se ko yohereje abagaragu be kwitegereza umugi, kuwutata no kuwutsemba?»

4Nuko Hanuni afata abagaragu ba Dawudi, abogosha ubwanwa igice, akeba

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

imyambaro yabo guhera hasi kugera ku matako, maze arabasezerera.

5Babibwiye Dawudi, yohereza umuntu kubasanganira, kuko bari bakozwe n'ikimwaro. Nuko umwami abatumaho ati «Muhame i Yeriko, kugeza ubwo ubwanwa buzaba bumaze kumera. Ni bwo rero muzabona kugaruka.»

## Dawudi atsinda Abahamoni n'Abaramu

(1 Mateka 19,6–19)

6Abahamoni babonye ko basuzuguye Dawudi bikabije, ni ko kohereza abantu ku Baramu b'i Betirehobu n'ab'i Soba kubasaba ngo bisungane; bakaba ingabo ibihumbi makumyabiri zigenza ibirenge. Umwami w'i Maka na we azana abantu igihumbi, naho ab'i Tobu bari abantu ibihumbi cumi na bibiri.

7Dawudi arabimenya, yohereza Yowabu n'ingabo zose zimenyereye intambara.

8Bukeye, Abahamoni barasohoka barema inteko mu marembo y'umugi wabo, naho Abaramu b'i Soba n'ab'i Rehobu, abantu b'i Tobu n'ab'i Maka, bo bari ukwabo mu gasozi.

9Yowabu abona ko yagombaga guturuka urugamba imbere n'inyuma, ni ko gutoranya abantu b'intwari mu ngabo za Israheli, maze abashyira ahateganye n'Abaramu.

10Abasigaye bose abaha murumuna we Abishayi, maze abahagarika imbere y'Abahamoni.

11Nuko Yowabu abwira Abishayi, ati «Abaramu nibaramuka bandushije imbaraga, uraza kuntabara. Abahamoni kandi na bo nibakurusha imbaraga, ndibuze kugutabara.

12Ukomere, tugaragaze ubutwari kubera umuryango wacu n'imigi y'Imana yacu! Kandi Uhoraho arakore uko abishaka.»

13Nuko Yowabu n'inteko ye basatira urugamba, kugira ngo barwane n'Abaramu, maze bo barabahunga.

14Abahamoni ngo babone ko Abaramu bahunze, na bo baherako bahunga Abishayi bataha mu mugi. Yowabu areka atyo kurwana n'Abahamoni, agaruka i Yeruzalemu.

15Abaramu babonye ko Israheli ibatsinze, bakoranira hamwe bose.

16Bukeye, Hadadezeri yohereza intumwa ku Baramu bose bo hakurya y'Uruzi. Baraza bagera i Helamu; Shobaki, umugaba w'ingabo za Hadadezeri, abarangaje imbere.

17Nuko babibwira Dawudi, na we akoranya Israheli yose, bambuka Yorudani, bagera i Helamu. Abaramu bambikana na Dawudi bararwana.

18Ariko Abaramu baza guhunga Israheli, Dawudi abicamo abanyamagare magana


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

arindwi, n'ibihumbi mirongo ine by'abanyamafarasi. Asogota na Shobaki, umugaba w'ingabo z'Abaramu, amutsinda aho.

19Nuko abami bose, abagaragu ba Hadadezeri, babonye ko batsinzwe na Israheli baracogora, bayoboka Israheli, barayikorera. Kandi Abaramu batinya kugaruka gutabara Abahamoni.

## Icya kabiri cya Samweli 11

### Dawudi na Betsabe

1Nuko ngo umwaka utahe, igihe abami batabaye, Dawudi yohereza Yowabu ku rugamba kumwe n'abagaragu be bose na Israheli yose. Batsemba Abahamoni, bagota umugi wabo Raba; naho Dawudi akaba yasigaye i Yeruzalemu.

2Nimunsi, Dawudi abyutse mu buriri bwe, ajya gutembera ahantu hitaruye, hejuru y'igisenge cy'ingoro y'umwami. Igihe yari hejuru aho, arabukwa umugore wiyuhagiraga, kandi akaba umugore w'uburanga butangaje.

3Dawudi rero atuma kubaririza uwo mugore uwo ari we, maze baramubwira bati «Si Betsabe, umukobwa wa Eliyamu, muka Uriya w'Umuhiti?»

4Nuko Dawudi yohereza intumwa zo kumumuzanira, aza iwe bararyamana. Ubwo kandi uwo mugore yari arangije kwisukura ukujya mu mugongo; nuko asubira iwe.

5Umugore arasama, maze atuma kuri Dawudi kubimumenyesha, ati «Ndatwite!»

6Dawudi aherako atuma kuri Yowabu, ati «Nyohererereza Uriya w'Umuhiti.» Yowabu rero yohereza Uriya kwa Dawudi.

7Uriya ngo agereyo, Dawudi amubaza amakuru ya Yowabu, ay'ingabo n'ay'intambara.

8Hanyuma abwira Uriya, ati «Manuka ujye iwawe, maze woge ibirenge.» Uriya asohoka ibwami akurikiwe n'izimano yohererejwe n'umwami.

9Ariko Uriya yiryamira ku rurembo rw'ibwami hamwe n'abagaragu ba shebuja, ntiyamanuka ngo ajye iwe.

10Babimenyesha Dawudi, bati «Uriya ntiyamanutse ngo ajye iwe.» Nuko Dawudi abaza Uriya, ati «Mbese ntiwari uvuye mu rugendo? Ni kuki utamanutse ngo ujye iwawe?»

11Uriya asubiza Dawudi, ati «Ubushyinguro bw'Imana, Israheli na Yuda bari mu ngando, kandi na databuja Yowabu n'abagaragu b'umutegetsi wanjye bari mu gasozi, none jyewe ngo ningende njye iwanjye kurya, kunywa no kuryamana n'umugore wanjye! Ndahiye Imana Nyir'ubuzima, nkarahira n'ubuzima bwawe bwite, ko ntazakora ibintu nk'ibyo.»

12Dawudi abwira Uriya, ati «Wongere usibire uyu munsi, maze ejo nzakohereze.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Uriya rero asibira aho i Yeruzalemu uwo munsi na bukeye bwawo.

13Dawudi aramutumira ngo arire kandi anywere imbere ye, nuko aramusindisha. Nimugoroba, Uriya arasohoka ajya kuryama ku buriri bwe, hamwe n'abagaragu ba shebuja, ariko ntiyamanuka ngo ajye iwe.

14Bukeye mu gitondo, Dawudi yandikira Yowabu urwandiko, ararumwohererereza rujyanywe na Uriya.

15Yari yanditse muri urwo rwandiko ati «Uriya mumushyire imbere aho urugamba rukaze, hanyuma mwisubirire inyuma, bamutere maze apfe.»

### Urupfu rwa Uriya, umugabo wa Betsabe

16Nuko Yowabu wari wagose umugi, ashyira Uriya ahantu yari azi ko hari abantu b'intwari.

17Abantu bo mu mugi barasohoka, barwana na Yowabu. Benshi muri rubanda no mu bagaragu ba Dawudi barahagwa, Uriya w'Umuhiti na we arapfa.

18Yowabu atuma kuri Dawudi kumumenyesha ibyabaye byose muri iyo ntambara.

19Ategeka iyo ntumwa, ati «Igihe uzaba umaze kumenyesha umwami iby'intambara byose,

20ukabona arakaye, akakubaza ati 'Ni iki cyatumye musatira cyane umugi kugira ngo murwane? Ntimwari muzi se ko barasira hejuru y'inkike?

21Ni nde wishe Abimeleki mwene Yerubehali? Nta bwo ari umugore wamuteye ingasire, ari hejuru y'inkike y'umugi agapfa atyo aguye i Tebesi? Ni kuki mwasatiriye cyane inkike?' uzamusubize uti 'Umugaragu wawe Uriya na we yapfuye.'»

22Intumwa irahaguruka ijya kwa Dawudi kumumenyesha ibyo Yowabu yari ayitumye byose.

23Iyo ntumwa ibwira Dawudi, iti «Abo bantu baturushaga amaboko; barasohoka badutera ku gasozi, ariko turabatsura tubageza ku marembo y'umugi.

24Nuko abanyamiheto barasira abagaragu bawe hejuru y'inkike y'umugi, hapfa abantu benshi mu bagaragu b'umwami, ndetse n'umugaragu wawe Uriya w'Umuhiti na we yarapfuye.»

25Dawudi abwira iyo ntumwa, ati «Ubwire Yowabu uti 'Ibyo ntibikubababaze. Inkota yica ku buryo bwinshi. Gusa, komeza gukaza umurego wawe ku mugi, maze uwurimbure.' Numubwira utyo, uzaba umukomeje.»

26Muka Uriya ngo amenye ko umugabo we yapfuye, aramuririra.

27Igihe cyo kwirabura kirangiye, Dawudi atuma abamuzanira uwo mugore, amwakira iwe. Aba rero umugore we, maze amubyarira umuhungu. Ariko ibyo


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Dawudi yari yakoze bibabaza cyane Uhoraho.

## Icya kabiri cya Samweli 12

### Natani amenyesha Dawudi icyaha cye

1Uhoraho yohereza Natani kwa Dawudi, aramusanga maze aramubwira ati «Habayeho abantu babiri mu mugi, umwe ari umukungu, undi ari umukene.

2Umukungu akagira intama n'ibimasa bitabarika.

3Umukene nta kantu na mba yari afite, uretse agatama yari yaraguze konyine. Yarakagaburiraga, maze gakurira iwe kumwe n'abana be. Kakarya ku byo yaryagaho, kakanywera ku nkongoro ye, kandi kakaryama mu gituza cye. Kari kamubereye rwose nk'umukobwa we.

4Umukungu rero aza kugendererwa n'umushyitsi, ntiyatekereza gufata mu ntama ze no mu bimasa bye ngo azimanire uwo mugenzi waje iwe; ahubwo afata ka gatama ka wa mukene, nuko azimanira umushyitsi we.»

5Dawudi arakarira bikabije uwo muntu, abwira Natani, ati «Ndahiye Uhoraho Nyir'ubuzima! Umuntu wakoze ibyo akwiye urupfu.

6Kandi ako gatama akazakishyura incuro enye, kubera ko yatinyutse gukora ibintu nk'ibyo, kandi akaba atagize impuhwe.»

7Nuko Natani abwira Dawudi, ati «Uwo muntu ni wowe! None Uhoraho, Imana ya Israheli avuze atya 'Ni jye wakwisigiye amavuta ngo ube umwami wa Israheli, kandi nkurokora ikiganza cya Sawuli.

8Naguhaye inzu ya shobuja, nshyira mu maboko yawe abagore ba shobuja; naguhaye kandi inzu ya Israheli n'iya Yuda; niba ibyo bidahagije, nzongeraho n'ibindi nk'ibyo.

9Ni iki cyatumye usuzugura ijambo ry'Uhoraho, ugakora ibitamushimisha? Wicishije inkota Uriya w'Umuhiti, ufata umugore we umugira uwawe, naho we umwicisha inkota y'Abahamoni.

10Ubu rero, inkota ntizava mu nzu yawe, kubera ko wansuzuguye kandi ugacyura muka Uriya w'Umuhiti, ukamugira umugore wawe.

11None rero, dore uko Uhoraho avuze: Nzaguteza ibyago bivuye mu nzu yawe bwite. Nzafata abagore bawe wirebera n'amaso yawe mbahe undi muntu, azaryamane na bo imbere yawe ku manywa y'ihangu.

12Wowe wabikoreye mu bwihisho, ariko jye ibyo nzabikorera imbere ya Israheli yose, kandi ku mugaragaro amanywa ava.'»

13Dawudi abwira Natani, ati «Ni koko, nacumuye kuri Uhoraho.» Natani abwira Dawudi, ati «Uhoraho yaguhanaguyeho icyaha cyawe, nta bwo uri bupfe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14Ariko kubera ko muri ibyo watutse Uhoraho, umuhungu wabyaye, we azapfa.»

15Nuko Natani asubira iwe.

### Urupfu rw'umwana wa Betsabe

Uhoraho yibasira umwana muka Uriya yari yabyaranye na Dawudi, maze araremba cyane.

16Dawudi ni ko kwinginga Imana kubera uwo mwana, asiba kurya, kandi yataha iwe, akarambarara mu mukungugu bukarinda bucya.

17Abakuru bo mu rugo rwe bamuguma iruhande ngo bamubyutse, ariko aranga kandi ntiyagira icyo asangira na bo.

18Ku munsi wa karindwi, umwana arapfa. Abagaragu ba Dawudi batinya kumubikira ko umwana yapfuye, kuko bibwiraga bati «Ubwo umwana yari akirwaye, twaramuvugishaga ntatwumve, none ubu twahera he tumubwira ngo 'Umwana yapfuye'? Ari buducemo igikuba!»

19Dawudi abona abagaragu be bongorerana, maze amenyeraho ko umwana yapfuye. Nuko Dawudi arababaza ati «Mbese umwana yapfuye?» Baramusubiza bati «Yapfuye.»

20Dawudi aherako abaduka mu mukungugu, yisiga umubavu kandi ahindura imyambaro; hanyuma ajya mu Ngoro y'Uhoraho, maze arapfukama arasenga. Agarutse iwe, asaba ko bamugaburira, nuko ararya.

21Abagaragu be baramubaza bati «Ibyo ukora ni ibiki?» Ubwo umwana yari akiri muzima, wasibye kurya kandi uramuririra, none umwana amaze gupfa, urahaguruka maze urarya!»

22Arabasubiza ati «Igihe umwana yari akiri muzima, nasibye kurya kandi ndamuririra, kuko nibwiraga nti 'Ntawabimenya! Wenda Uhoraho yangirira impuhwe, maze umwana akabaho.'

23Ariko none yapfuye. Ndiyiriza ubusa kuki se kandi? Nashobora se kumugarura? Ni jyewe uzamusanga aho ari, naho we ntazagaruka aho ndi.»

### Ivuka rya Salomoni

24Dawudi ahoza Betsabe umugore we, ataha iwe maze aryamana na we. Bukeye, abyara umuhungu, Dawudi amwita Salomoni. Uhoraho akunda uwo mwana,

25aherako atuma umuhanuzi Natani kubimenyesha Dawudi. Nuko Natani ahita amwita Yedidiya, ari byo kuvuga 'Uwakunzwe n'Uhoraho', bikurikije ibyo Uhoraho yari yavuze.

### Dawudi afata umugi wa Raba

(1 Mateka 20,1–3)


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

26Bukeye, Yowabu atera i Raba y'Abahamoni, maze afata umugi w'ibwami.

27Nuko Yowabu yohereza intumwa kwa Dawudi kumubwira ziti «Nateye Raba ndetse nafashe umugi wo ku mazi.

28None rero, koranya ingabo zisigaye, maze uze ufate umugi wose kandi uwigarurire. Bitabaye ibyo, jye ubwanjye nzawufata kandi bazawitirire izina ryanjye.»

29Nuko Dawudi akoranya ingabo zose, arahaguruka atera i Raba kandi arahigarurira.

30Milikomu, ikigirwamana cyabo acyambura ikamba ku mutwe; ryari rifite uburemere nk'ubwa talenta imwe ya zahabu kandi ritatswe n'ibuye ry'agaciro, maze iryo buye Dawudi aritakisha ikamba rye. Maze muri uwo mugi, ahakura iminyago myinshi cyane.

31Naho abaturage b'aho arabajyana, kugira ngo bakoreshe inkero, bakoreshe amapiki n'intorezo z'ibyuma, kandi babumbe n'amatafari. Uko ni ko yagenjereje imigi yose y'Abahamoni. Hanyuma Dawudi n'ingabo ze zose, basubira i Yeruzalemu.

## Icya kabiri cya Samweli 13

### Aminoni na Tamara

1Dore ibyaje gukurikiraho. Abusalomu mwene Dawudi yari afite mushiki we w'uburanga butangaje, akitwa Tamara. Aminoni mwene se aramubenguka.

2Aminoni azongwa n'agahinda atewe na mushiki we Tamara kubera ko yari isugi, kandi kugira icyo amukoraho na byo byari bikomeye mu maso ya Aminoni.

3Aminoni akagira incuti ye yitwa Yonadabu, mwene Shimeya umuvandimwe wa Dawudi, kandi Yonadabu uwo akaba n'umunyabwenge.

4Abaza Aminoni, ati «Ni kuki, wa mwana w'umwami we, uzongwa uko bukeye? Ntushobora se kumbwira impamvu?» Aminoni aramusubiza, ati «Ni Tamara mushiki wa mwene data Abusalomu nabengutse.»

5Yonadabu aramubwira ati «Uryame ku buriri bwawe, maze wigire umurwayi, so naza kugusura uzamubwire uti 'Ndakwinginze ngo ureke mushiki wanjye Tamara aze ampe icyo ndya: ategure ibyo kurya imbere yanjye ku buryo mbona ko ari we ubwe wabitetse, maze mbashe kurya.'»

6Nuko Aminoni araryama, yihindura indembe. Umwami aza kumureba, maze Aminoni abwira umwami, ati «Ndakwinginze ngo Tamara mushiki wanjye aze hano imbere yanjye, antekere udutsima tubiri, atumpereze maze ndye.»

7Dawudi atuma kuri Tamara mu rugo, ati «Genda ujye kwa musaza wawe Aminoni, maze umutegurire ibyo kurya.»

8Tamara aherako ajya kwa musaza we Aminoni, asanga aryamye. Akora urwanga,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

abumba udutsima, maze adutekera imbere ye.

9Hanyuma afata ipanu, ayishyira imbere ye, ariko we yanga kurya. Ahubwo aravuga
ati «Mubanze muheze aba bantu bose hano.» Nuko abari iruhande rwe barasohoka.

10Aminoni abwira Tamara, ati «Nzanira ibiryo mu cyumba maze ndye.» Tamara
aterura twa dutsima yatetse, adushyira musaza we Aminoni mu cyumba.

11Ngo amuhereze ibyo kurya, aramufata maze aramubwira ati «Ngwino turyamane,
mwene data!»

12Undi aramusubiza ati «Oya, mwene data, winkoza isoni, kuko ibyo bidakorwa muri
Israheli. Uramenye udakora iryo shyano!

13Mbese nkanjye, urabona izo soni nazazinyurana hehe? Nawe kandi wazafatwa
nk'inkozi y'ibibi muri Israheli. None rero, ubivugane n'umwami, ntazakubuza
kundongora.»

14Ariko we yanga kumwumva, aramukomeza ku gahato, maze aryamana na we.

15Hanyuma ariko, Aminoni atangira kumwanga urunuka. Koko kandi, urwango yari
amufitiye rwasumbaga kure urukundo yari yaramukunze. Aminoni aramubwira ati
«Haguruka umvire aha!»

16Undi aramusubiza, ati «Nta ho njya, kuko kunyirukana byaba ari icyaha gikomeye
kuruta icyo umaze kunkorera.» Ariko we ntiyashaka kumwumva.

17Aherako ahamagara umugaragu we, aramubwira ati «Vana uyu mukobwa iwanjye,
umusuke hanze maze umukingirane.»

18Tamara yari yambaye ikanzu y'amaboko maremare, uko abakobwa b'umwami
bambaraga, iyo babaga bakiri abari. Nuko umugaragu wa Aminoni aramusohora,
maze aramukingirana.

19Tamara afata ivu aryisiga mu mutwe, atanyagura ikanzu ye y'amaboko maremare,
yikorera amaboko maze agenda arira cyane.

20Musaza we Abusalomu aramubaza ati «Mbese ni musaza wawe Aminoni
wagufashe? None rero icecekere, muvandimwe; ni musaza wawe, ntiwongere no
kubitekereza ukundi.» Nuko Tamara aguma atyo nk'umwage kwa musaza we
Abusalomu.

21Umwami Dawudi yumvise ibyo byose, ararakara cyane, ariko ntiyashaka gutera
agahinda Aminoni, umuhungu we yakundaga cyane, kuko yari imfura ye.

22Abusalomu ntiyagira ijambo na rimwe abwira mwene se Aminoni, kuko guhera
ubwo Abusalomu yari yanze Aminoni, kubera ko yakojeje isoni mushiki we Tamara.

### Abusalomu yicisha Aminoni, agahunga

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

23 Ngo hashire imyaka ibiri, Abusalomu ashaka kujya i Behali-Hasori, ahateganye n'i Efurayimu, kogoshesha intama ze. Nuko Abusalomu atumira abahungu bose b'umwami.

24 Abusalomu ni ko kujya ibwami, abwira umwami, ati «Dore iw'umugaragu wawe bagiye kogoshesha intama ubwoya. None ndakwinginze ngo umwami n'abagaragu be, baherekeze umugaragu wawe.»

25 Umwami abwira Abusalomu, ati «Oya, mwana wanjye, ntitujyayo twese kuko atari ngombwa kukurushya.» Abusalomu aramuhata, ariko umwami yanga kwemera kujyayo, ahubwo amuha umugisha.

26 Abusalomu aravuga ati «Noneho, reka nibura mwene data Aminoni aduherekeze.» Umwami aramubaza ati «Ni kuki agomba kuguherekeza?»

27 Abusalomu akomeza kumuhata, umwami ni ko kumureka ngo ajyane na Aminoni, n'abandi bahungu be bose.

28 Nuko Abusalomu ategeka abagaragu be, ati «Mwitegereze neza! Nimubona Aminoni amaze kunezerezwa na divayi, amaze gusinda, maze nkababwira nti 'Mukubite Aminoni', ubwo muhite mumwica. Ntimutinye; none se si jyewe ubibategetse? Nimukomere kandi mube intwari!»

29 Abagaragu ba Abusalomu bagenzereza Aminoni uko Abusalomu yabibategetse. Nuko abahungu bose b'umwami baherako barahaguruka, buri wese yurira inyumbu ye, maze barahunga.

30 Bakiri mu nzira, iyo nkuru igera kuri Dawudi ngo «Abusalomu yishe abahungu bose b'umwami, ntihasigaye n'umwe!»

31 Umwami arahaguruka, atanyura imyambaro ye, aryama mu mukungugu. Abagaragu be bose bari aho, na bo bashishimura imyambaro yabo.

32 Ariko Yonadabu mwene Shimeya, umuvandimwe wa Dawudi, afata ijambo aravuga ati «Shobuja, ntugire ngo bishe abahungu bose b'umwami. Reka da, ahubwo hapfuye Aminoni wenyine. Kuko Abusalomu yari yarabigambiriye, guhera ku munsi Aminoni akojeje isoni mushiki we Tamara.

33 Nuko rero mwami, mutegetsi wanjye, ntukuke umutima ngo abahungu b'umwami bose bapfuye. Oya da! Aminoni wenyine ni we wapfuye;

34 naho Abusalomu, yahunze.» Umusore w'umuzamu ngo yubure amaso, abona inteko y'abantu benshi baturuka inyuma ye mu ibanga ry'umusozi; ni ko kuza abwira umwami ati «Nabonye abantu bamanuka hariya mu ibanga ry'umusozi.»

35 Nuko Yonadabu abwira umwami, ati «Dore abahungu b'umwami baraje. Byose byagenze nk'uko umugaragu wawe yabikubwiye.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

36Igihe atari yarangiza kuvuga, abahungu b'umwami barasesekara. Bakigera aho basesa amarira, umwami n'abagaragu be bose na bo bararira, barahogora.

37Abusalomu ahungira kwa Talimayi mwene Amihuri, umwami w'i Geshuri, ahamara imyaka itatu.

38Kandi muri icyo gihe cyose, Dawudi akomeza kuririra umuhungu we.

### Abusalomu agaruka i Yeruzalemu

39Hanyuma ariko, Dawudi areka kurakarira Abusalomu, kuko yari amaze gushira akababaro k'urupfu rwa Aminoni.

## Icya kabiri cya Samweli 14

1Bukeye, Yowabu mwene Seruya, amenya ko umwami akumbuye Abusalomu.

2Aherako atuma intumwa i Tekowa, kuzanayo umugore w'umunyabwenge, maze aramubwira ati «Ndagusabye ngo wihindure nk'umuntu ubabaye, wambare imyambaro y'akababaro, ntiwisige imibavu; mbese muri make, umere nk'umugore umaze igihe kirekire mu kababaro k'umugabo we wapfuye.

3Hanyuma ujye kureba umwami maze umubwire utya... » Nuko Yowabu amubwira ibyo yagombaga kuvuga byose.

4Nuko rero, uwo mugore w'i Tekowa asanga umwami, yitura hasi yubamye ku butaka, aramuramya maze aravuga ati «Ntabara, mwami wanjye!»

5Umwami ni ko kumubaza ati «Ni ibiki?» Aramusubiza ati «Nta bwo! Ndi umupfakazi, umugabo wanjye yarapfuye.

6Umuja wawe yari afite abana babiri, bukeye barakaranyiriza mu gasozi, kandi nta wundi muntu uhari wo kubakiza, nuko umwe akubita undi aramwica.

7None rero, umuryango wose wahagurukiye umuja wawe, bariho baravuga bati 'Tanga uwo mwicanyi, bamuhore amaraso y'umuvandimwe we yishe', kandi barimbure batyo uwo nageneye umurage. Uko ni ko bashaka kuzimya ikara nari nsigaranye, ngo badasigira umugabo wanjye izina cyangwa umukomokaho ku isi.»

8Nuko umwami abwira uwo mugore, ati «Ngaho taha iwawe. Ndi butange amategeko ku bikwerekeyeho.»

9Uwo mugore w'i Tekowa abwira umwami, ati «Mwami, mutegetsi wanjye, icyaha kibe kuri jye no ku muryango wanjye! Umwami n'ingoma ye ni abere.»

10Umwami aramubwira ati «Nihagira uwongera kubikubwira, uzamunzanire kandi ntazagusubira ukundi.»

11Umugore aramubwira ati «Ndagusabye, mutegetsi wanjye, ngo wibuke Uhoraho, Imana yawe, kugira ngo umuhozi atazanyongerera akababaro yica umuhungu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

wanjye.» Umwami aravuga ati «Ndahiye Uhoraho Nyir'ubuzima, ko nta n'agasatsi na kamwe k'umuhungu wawe kazagwa hasi.»

12Umugore aravuga ati «Ndakwinginze, ngo umuja wawe agire icyo abwira umwami, umutegetsi wanjye.» Aramusubiza ati «Ngaho mbwira»

13Nuko umugore aravuga ati «None rero, ni kuki wakoreye igikorwa nk'icyo umuryango w'Imana? Uhereye ku byo umwami avuze, yiciriye urubanza ubwe, kuko atagaruye umuhungu we yirukanye.

14Yego, twese tuzapfa nta kabuza, kandi nk'uko amazi aseseka hasi ntayorwe, ni na ko uwapfuye Imana itamukura ikuzimu ngo agaruke mu bazima. Naho umwami we nagire icyo ategeka, kugira ngo uwari waciwe adakomeza kuba kure ye.»

15Umugore arongera ati «None rero, nazanywe no kubwira umwami, umutegetsi wanjye, ibyo nyine maze kumugezaho, mbitewe n'uko umuryango wanteye ubwoba. Nuko umuja wawe ni ko kwibwira nti 'Ngiye kubitekereza umwami,

16wenda azakora icyo umuja we yamusabye, amukize umuntu washakaga kumuvutsa ku murage w'Imana, kimwe n'umuhungu wanjye.'

17Umuja wawe yibwiye ati 'Ijambo umwami umutegetsi wanjye ari buvuge ritume ngubwa neza; kuko umwami, umutegetsi wanjye, ari nk'umumalayika w'Imana: yumva icyiza n'ikibi.' Nuko rero, Uhoraho Imana yawe ibane nawe!»

18Umwami abwira uwo mugore, ati «Ndakwinginze ngo ntugire icyo umpisha ku kibazo ngiye kukubaza.» Undi aravuga ati «Ngaho umwami umutegetsi wanjye navuge.»

19Umwami aramubaza ati «Mbese ni ikiganza cya Yowabu kikuyobora muri ibyo byose?» Umugore aramusubiza ati «Ndahiye ubugingo bw'umwami umutegetsi wanjye, ko nta muntu ushobora kunyuza ukubiri n'ibyavuzwe n'umwami umutegetsi wanjye. Koko rero, ni umugaragu wawe Yowabu wabintegetse, kandi ni na we wabwiye umuja wawe ibyo agomba kuvuga byose.

20Yowabu yabikoreye kugira ngo agarure umwuka mwiza, ariko kandi umutegetsi wanjye ni umunyabwenge, ndetse ni umunyabwenge nk'umumalayika w'Imana: akamenya ibiba ku isi byose.»

21Umwami ni ko kubwira Yowabu, ati «Ni byo koko, ikibazo cyawe kibonye igisubizo. Genda ugarure uwo musore Abusalomu.»

22Yowabu agwa hasi yubamye, arapfukama ashimira umwami. Aravuga ati «Jyewe umugaragu wawe, uyu munsi menye ko ndi umutoni ku mwami umutegetsi wanjye, kuko wakoze icyo umugaragu wawe yagusabye.»

23Yowabu ashyira nzira ajya i Geshuri, maze agarura Abusalomu i Yeruzalemu.

24Umwami aravuga ati «Nasubire iwe kandi ntazatunguke imbere yanjye.» Nuko

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Abusalomu asubira iwe, ntiyahinguka imbere y'umwami.

### Dawudi yiyunga na Abusalomu

25Nta muntu w'uburanga ndetse wanashimwaga muri Israheli nka Abusalomu: kuva ku birenge kugera ku mutwe nta nenge yagiraga.

26Uko umwaka utashye yariyogosheshaga, igihe umusatsi wabaga umaze kuba mwinshi. Uko yiyogosheshaga, umusatsi we barawupimaga: ukaba amasikeli magana abiri ku gipimo cy'umwami.

27Hanyuma Abusalomu abyara abahungu batatu n'umukobwa umwe witwaga Tamara. Yari umukobwa w'uburanga butangaje.

28Nuko Abusalomu amara imyaka ibiri i Yeruzalemu, adahinguka imbere y'umwami.

29Bukeye, Abusalomu atumira Yowabu kugira ngo amutume ku mwami, ariko we yanga kumwitaba. Yoherezayo intumwa ya kabiri, na none ntiyaza.

30Abusalomu ni ko kubwira abagaragu be, ati «Murareba uriya murima w'ingano wa Yowabu, uri bugufi y'uwanjye: nimugende muwutwike!» Abagaragu ba Abusalomu rero, umurima barawutwika.

31Yowabu ni ko kujya kwa Abusalomu, aramubaza ati «Ni kuki abagaragu bawe bantwikiye umurima?»

32Abusalomu asubiza Yowabu, ati «Ni uko nagusabye kuza iwanjye kugira ngo ngutume kubwira umwami ngo 'Kuki navuye i Geshuri? Ikiruta kuri jye ni uko naba nkiriyo.' None rero ndashaka kubonana n'umwami, niba hari n'icyaha mfite azanyice.»

33Yowabu ajya kureba umwami, amubwira ibyo byose. Umwami ni ko guhamagaza Abusalomu, araza arapfukama, yunamira umwami. Nuko umwami ahobera Abusalomu.

## Icya kabiri cya Samweli 15

### Abusalomu ashaka kuba umwami

1Hanyuma y'ibyo, Abusalomu yishakira igare n'amafarasi, ndetse n'abantu mirongo itanu bo kumugenda imbere.

2Mu gitondo cya kare, Abusalomu akazinduka, agahagarara ku nzira hafi y'umuryango w'urugi. Uko haje umuntu ufite urubanza agomba kujya ibwami kuburana, Abusalomu yaramuhamagaraga akamubwira ati «Uri uwo mu wuhe mugi?» Undi akamusubiza ati «Umugaragu wawe ni uwo mu muryango uyu n'uyu wa Israheli.»

3Nuko Abusalomu akamubwira ati «Umva, urubanza rwawe ni rwiza kandi ruraboneye, ariko nta muntu umwami yashyizeho wo kumva ibyawe.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4 Abusalomu akavuga ati «Yemwe, iyo njya kuba umucamanza muri iki gihugu, ni jye abafite imanza bose baba basanga, maze nkabacira imanza zitabera!»

5 N'iyo hagiraga umuntu umwegera ngo amupfukamire, we yamuherezaga ikiganza, akamufata maze akamuhobera.

6 Abusalomu yakomeje kugenza atyo ku Bayisraheli bose bazaga ibwami gucirwa imanza, nuko yigarurira Abayisraheli.

7 Hashize imyaka ine, Abusalomu abwira umwami, ati «Ndakwinginze ngo ureke njye i Heburoni, kugira ngo ndangize isezerano nagiriye Uhoraho.

8 Kuko umugaragu wawe yagize isezerano, igihe yari i Geshuri ho muri Aramu. Yaravuze ati 'Koko Uhoraho naramuka angaruye i Yeruzalemu, nzaturira Uhoraho igitambo i Heburoni.'»

9 Umwami aramusubiza ati «Ngaho genda amahoro!» Nuko arahaguruka ajya i Heburoni.

10 Bukeye, Abusalomu yohereza intumwa mu miryango yose ya Israheli kuvuga ngo «Nimwumva ihembe riranguruye, muzahereko muvuga muti 'Abusalomu yabaye umwami i Heburoni.'»

11 Abantu magana abiri b'i Yeruzalemu bari baherekeje Abusalomu. Mu guhamagarwa ariko, bo bagendaga nta buriganya bafite, kuko muri ibyo nta na kimwe bari bazi.

12 Byongeye Abusalomu yohereza intumwa mu mugi wa Gilo gushaka Ahitofeli w'Umugilo, umujyanama wa Dawudi; araza bafatanya gutura ibitambo. Nuko umugambi urushaho gukomera, kandi n'abayoboke ba Abusalomu bakomeza kwiyongera.

### Dawudi ahunga akava i Yeruzalemu

13 Umuntu araza abwira Dawudi, ati «Imitima y'Abayisraheli yagarukiye Abusalomu.»

14 Dawudi ni ko kubwira abagaragu be bose bari kumwe na we i Yeruzalemu, ati «Nimuhaguruke duhunge; kuko Abusalomu atazatureka. Nimuhaguruke bwangu, bitabaye ibyo, aradufata maze atugirire nabi kandi arimbuze umugi inkota.»

15 Abagaragu b'umwami baramubwira bati «Abagaragu bawe biteguye gukora icyo umwami umutegetsi wabo ashaka.»

16 Umwami aherako asohoka ku maguru n'umuryango we wose, ariko ahasiga abagore cumi b'inshoreke ze, kugira ngo barinde ingoro.

17 Umwami asohoka ku maguru hamwe n'imbaga yose, ahagarara ku nzu ya nyuma.

18 Nuko abagaragu be bose bamuhitaho, Abakereti, Abapeleti, Abagiti, n'abantu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

magana atandatu bavuye i Gati bamukurikiye, bose banyura imbere ye.

19 Umwami abaza Itayi w'Umugiti, ati «Ni iki cyatuma nawe ujyana natwe? Subirayo ugumane n'undi mwami, kuko uri umunyamahanga, ukaba waraciwe mu gihugu cyawe.

20 Ko waje ejo, none nakujyana nte hamwe natwe, kandi nanjye ntazi aho ngiye? Subirayo kandi usubiraneyo n'abavandimwe bawe, maze Uhoraho akugirire ubuntu n'impuhwe!»

21 Itayi asubiza umwami, ati «Ndahiye Uhoraho n'umwami umutegetsi wanjye, ko aho umwami umutegetsi wanjye azaba ari, haba mu rupfu cyangwa mu buzima, ni ho umugaragu wawe azaba.»

22 Dawudi abwira Itayi, ati «Ngaho tambuka, uhite.» Nuko Itayi amuhitaho hamwe n'abantu be bose, n'abo mu rugo rwe bose.

23 Ubwo ni ko bose baririraga bahogoye, maze imbaga yose irahita. Umwami yambuka ikidendezi cya Sedironi n'abantu be bose, bamanuka berekeje mu nzira igana mu butayu.

24 Hari kandi na Sadoki, ari kumwe n'Abalevi bose batwaye Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Imana: bashyira Ubushyinguro bw'Imana hasi, maze Abiyatari abuhagarara iruhande, kugeza ubwo abantu bose basohokaga mu mugi barangije guhita.

25 Nuko umwami abwira Sadoki, ati «Subiza Ubushyinguro bw'Imana mu mugi. Niba Uhoraho angiriye impuhwe azangarura, nongere kububona n'aho butuye.

26 Ariko niba avuze ati 'Nta bwo ngushaka'; ubwo nta kundi azankoresha icyo ashaka!»

27 Umwami yongera kubwira Sadoki umuherezabitambo, ati «Ngaho munyumve! Musubire mu mugi amahoro wowe na Abiyatari, kandi Ahimasi na Yonatani, abo bahungu banyu bombi muzaba muri kumwe.

28 Naho jyewe ngiye kuzategerereza mu mfunganwa zo mu butayu, kugeza ko muzantumaho, mukambwira uko byifashe.»

29 Sadoki na Abiyatari basubiza Ubushyinguro bw'Imana i Yeruzalemu, kandi bagumayo.

### Dawudi yohereza Hushayi gutata Abusalomu

30 Dawudi azamuka mu nzira ijya ku musozi w'imizeti, yazamukaga arira, apfutse mu mutwe kandi agenza ibirenge bisa. Abantu bari bamuherekeje na bo barariraga kandi bapfutse mu mutwe, bazamuka barira.

31 Nuko baza kubwira Dawudi, bati «Ahitofeli ari mu bagambanyi bari kumwe na

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Abusalomu.» Dawudi ni ko kuvuga, ati «Ndakwinginze, Uhoraho, ngo imigambi ya Ahitofeli uyihindure ubusazi!»

32Ubwo Dawudi yari ageze mu mpinga y'umusozi, aho basengera Imana, maze Hushayi w'i Aruki arahatunguka, ikanzu ye yatanyaguritse kandi n'umutwe we wuzuye umukungugu.

33Dawudi aramubwira ati «Nujyana nanjye, uzandushya.

34Ariko nusubira mu mugi ukabwira Abusalomu, uti 'Nzaba umugaragu wawe, databuja; kera nahoze ndi umugaragu wa so, none ubu ndi umugaragu wawe', ubwo wazanshoborera kandi no kuburizamo inama za Ahitofeli.

35Mbese ubundi ntuzaba ufite hafi yawe Sadoki na Abiyatari, abaherezabitambo? Ibyo uzumva mu nzu y'umwami byose, uzajye ubibwira Sadoki na Abiyatari abaherezabitambo.

36Kandi na bo bafiteyo abahungu babo, Ahimasi wa Sadoki na Yonatani wa Abiyatari; muzabantumeho ibyo muzaba mwumvise bavuga byose.»

37Nuko Hushayi incuti ya Dawudi asubira mu mugi mu gihe Abusalomu yari ageze i Yeruzalemu.

## Icya kabiri cya Samweli 16

### Dawudi na Siba

1Dawudi yari amaze kurenga gato impinga y'umusozi, Sibaumugaragu wa Mefibosheti aramusanganira n'indogobe ebyiri zihetse imigati magana abiri, amaseri ijana y'imizabibu yumye, imbuto ijana z'umwero n'uruhago rw'uruhu rurimo divayi.

2Umwami abaza Siba, ati «Ibi ni iby'iki?» Siba aramusubiza ati «Indogobe ni izizaheka abo mu rugo rw'umwami; imigati n'imbuto ni ifunguro ry'abahungu bawe, naho divayi ni izamara inyota abazaba bananiriwe mu butayu.»

3Umwami aramubaza ati «Ariko se ye, Mefibosheti, umuhungu wa shobuja ari hehe?» Siba asubiza umwami, ati «Dore asigaye i Yeruzalemu, kuko yibwiraga ati 'Uyu munsi, inzu ya Israheli iransubiza ubwami bwa data!'»

4Umwami abwira Siba, ati «Kuva ubu, ibintu byose bya Mefibosheti ni ibyawe.» Nuko Siba aravuga ati «Dore mpfukamye imbere yawe! Nkomeze kukubaho umutoni, mwami mutegetsi wanjye.»

### Shimeyi avuma Dawudi

5Umwami Dawudi ageze i Bahurimu, hasohoka umugabo wo mu nzu ya Sawuli, witwaga Shimeyi mwene Gera. Uko yasohokaga ni ko yagendaga avumana.

6Atera Dawudi n'abagaragu b'umwami bose amabuye, nyamara imbaga yose n'ab'intwari bose bakikiza Dawudi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7Dore ibyo Shimeyi yavugaga muri iyo mivumo ye «Genda, genda, wa mugome we umena amaraso!

8Uhoraho yakugaruyeho amaraso yose y'inzu ya Sawuli, wakuye ku ngoma. None Uhoraho yashubije ubwami mu biganza by'umuhungu wawe Abusalomu, naho wowe uri mu byago, kuko uri umuntu w'amaraso.»

9Nuko Abishayi mwene Seruya abwira umwami, ati «Ni kuki iriya mbwa yaboze yatuka umwami umutegetsi wanjye? Reka ntambuke, maze muce umutwe.»

10Umwami aravuga ati «Mpuriye he namwe, bene Seruya? Niba amvuma kandi akaba ari Uhoraho wamubwiye ati 'Genda uvume Dawudi', ni nde wakubahuka kumubwira ati 'Kuki ukora ibyo ngibyo?'»

11Dawudi abwira Abishayi n'abagaragu be bose, ati «Niba umuhungu wanjye, uwo nibyariye, ashaka kunyica, uriya Mubenyamini we ntiyagombye kurushaho? Nimumureke avumane, niba Uhoraho yabimubwiye.

12Ahari Uhoraho yazareba umubabaro wanjye, maze akansubiza ibyishimo mu mwanya w'imivumo y'uyu munsi.»

13Nuko Dawudi n'abantu be bakomeza inzira, naho Shimeyi anyura mu ibanga ry'umusozi ahateganye na Dawudi, akomeza kumuvuma no kumutera amabuye, ndetse ari na ko atumura n'imikungugu.

14Hanyuma umwami n'abantu be bagera aho bananirwa, nuko bararuhuka.

### Hushayi asanga Abusalomu

15Abusalomu n'inteko y'Abayisraheli bari barageze i Yeruzalemu, kandi na Ahitofeli yari kumwe na we.

16Ubwo Hushayi w'i Aruki, incuti ya Dawudi, agera kwa Abusalomu. Hushayi abwira Abusalomu, ati «Harakabaho umwami! Niharambe umwami!»

17Abusalomu abaza Hushayi, ati «Mbese burya kwa kudahemuka kwawe ku ncuti yawe, ni aho kugarukiye? Kuki se utajyanye n'incuti yawe?»

18Hushayi asubiza Abusalomu, ati «Reka da ! Ahubwo uwatoranyijwe n'Uhoraho ndetse n'iyi mbaga n'Abayisraheli bose, nanjye ndashaka kuba uwe kandi nkagumana na we!

19Byongeye kandi, uwo ngiye gukorera ni nde? Si umuhungu we? Nk'uko nabaye umugaragu wa so, ni na ko nawe nzagukorera.»

### Abusalomu n'inshoreke za Dawudi

20Bukeye, Abusalomu abwira Ahitofeli, ati «Nimujye inama y'icyo tugomba gukora.»

21Ahitofeli abwira Abusalomu, ati «Taha ku nshoreke za so yasize ku rugo, bityo


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Abayisraheli bazamenyereho ko wananiye so, maze imbaga yose igushyigikiye igukomereho.»

22Bashingira Abusalomu ihema ahantu hitaruye, maze Abusalomu ataha kuri za nshoreke za se, Abayisraheli bose babireba.

23Inama za Ahitofeli muri icyo gihe, bazifataga nk'ijambo ry'Imana; uko ni ko inama za Ahitofeli zari ziteye, ari izo yagiraga Dawudi cyangwa Abusalomu.

## Icya kabiri cya Samweli 17

### Hushayi avuguruza inama za Ahitofeli

1Ahitofeli abwira Abusalomu, ati «Reka nkoranye ingabo ibihumbi cumi na bibiri, maze nkurikire Dawudi muri iri joro.

2Nzamugwa gitumo akinaniwe kandi yacitse intege, mutere ubwoba abantu be bahunge, maze mwice ubwo azaba asigaye wenyine.

3Bityo nzakugarureho umuryango wose mbese nk'uko umugeni ataha iw'umugabo we! Uwo ushaka gukuraho ni umwe, maze umuryango wose ugakira.»

4Iyo nama ishimisha Abusalomu n'abakuru ba Israheli bose.

5Abusalomu ni ko kuvuga ati «Nimuhamagare na Hushayi w'i Aruki, kugira ngo twumve na we icyo abivugaho.»

6Hushayi aritaba, Abusalomu aramubwira ati «Dore ibyo Ahitofeli yatubwiye. Dukore ibyo yavuze? Niba se atari byo, tubwire nawe uko ubyumva.»

7Hushayi asubizaAbusalomu, ati «Inama Ahitofeli yabagiriye, noneho nta bwo ari nziza.»

8Nuko Hushayi arakomeza, ati «Ubwawe uzi so n'ingabo ze: ni intwari kandi ubu bafite uburakari nk'ubw'ikirura cyajimije umwana wacyo mu gasozi. So kandi ni umuntu w'umurwanyi, nta bwo ari burare hamwe n'imbaga.

9None rero, ubu yihishe mu mwobo cyangwa ahandi. Ahubwo, ubwo hazaba hatangiye kugira abapfa muri twe, uzabyumva wese azavuga ati 'Hamaze gupfa benshi mu ngabo za Abusalomu!'

10Ibyo bizatuma n'ufite umutima nk'uw'intare acogora, kuko Israheli yose izi ko so ari intwari, n'ingabo ze zikaba zidacogora.

11Dore rero jye inama nabagira: koranyiriza Abayisraheli bose iruhande rwawe, uhereye i Dani ukageza i Berisheba, bangane n'umusenyi wo ku nyanja, nawe kandi ujyane na bo ku rugamba.

12Tuzamugeraho aho azaba ari hose, tuzamutondeho nk'ikime kigwa ku butaka: ari we ari n'ingabo ze zose, ntihazasigara n'umwe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Naramuka kandi hari umugi yinjiyemo, Israheli yose izazana imigozi, dukururure uwo mugi tuwurohe mu kidendezi, kugeza ndetse ubwo hatazasigara n'ibuye na rimwe.»

14Nuko Abusalomu n'Abayisraheli bose baravuga bati «Inama ya Hushayi Umwaruki, ni yo nziza kuruta iya Ahitofeli.» Uhoraho yari yagambiriye kuburizamo inama nziza za Ahitofeli, kugira ngo ateze Abusalomu ibyago.

### Dawudi yambuka Yorudani

15Hushayi abwira Sadoki na Abiyatari abaherezabitambo, ati «Dore inama Ahitofeli yagiriye Abusalomu n'abakuru ba Israheli, naho jye dore iyo nabagiriye.

16None rero, mutume vuba kuri Dawudi, mumubwire muti 'Iri joro nturare mu mayaga yo mu butayu, ahubwo wambuke; bitabaye ibyo, umwami n'ingabo ze barabagira umutamiro umwe.'»

17Yonatani na Ahimasi bari ahitwa Eni-Rogeli: umuja yagombaga kujya kubibabwira, na bo bakajya kubimenyesha umwami Dawudi, kuko batashoboraga kwinjira mu mugi ku mugaragaro.

18Ariko umusore aza kubabona, maze abimenyesha Abusalomu. Bombi bagenda bihuta, bagera ku rugo rw'umugabo w'i Bahurimu. Yari afite iriba ku muharuro we, nuko baryinjiramo.

19Umugore aherako afata ihema, arirambura hejuru y'iriba yanika imyaka hejuru yaryo, ntihagira ikimenyekana.

20Abagaragu ba Abusalomu binjira mu nzu kwa wa mugore, baramubaza bati «Ahimasi na Yonatani bari hehe?» Umugore arabasubiza ati «Bagiye berekeza ku mazi.» Nuko barabashaka ntibababona, basubira i Yeruzalemu.

21Bamaze kugenda, abandi basohoka mu iriba, bajya kubwira umwami Dawudi, bati «Nimuhaguruke bwangu mwambuke uruzi, kuko inama ya Ahitofeli kuri mwe ari iyo ngiyo.»

22Nuko Dawudi ahera ko arahaguruka n'imbaga yari kumwe na we, maze bambuka Yorudani. Umuseke wakebye nta n'umwe usigaye atari yambuka.

23Ahitofeli ngo abone ko batakurikije inama ze, afata indogobe ye, arahaguruka ajya mu mudugudu we. Amaze guha amategeko umuryango we, yimanika mu mugozi. Amaze gupfa bamuhamba mu mva ya se.

### Dawudi i Mahanayimu

24Bukeye, Dawudi agera i Mahanayimu, naho Abusalomu acyambuka Yorudani, we n'Abayisraheli bose.

25Abusalomu yari yashyizeho Amasa kuba umugaba w'ingabo, mu mwanya wa

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Yowabu. Uwo Amasa yari umuhungu w'uwitwa Yitira w'Umuyismaheli, wari
warashakanye na Abigayila, umukobwa wa Nahashi, mushiki wa Seruya, akaba nyina
wa Yowabu.

26Ubwo Abusalomu n'Abayisraheli baca ingando mu gihugu cya Gilihadi.

27Dawudi akigera i Mahanayimu, Shobi mwene Nahashi w'i Raba y'Abahamoni,
Makiri mwene Amiyeli w'i Lodebari na Barizilayi w'Umugilihadi utuye i Rogelimu,

28bazana ibyo kuryamaho, imyambaro, imbehe zo kuriraho, ingano, ifu y'ingano,
impeke z'ingano zikaranze, inkori, ndetse n'amahundo akaranze.

29Bazana kandi ubuki, amavuta, intama n'inyama z'ibimasa, kugira ngo Dawudi
n'imbaga yari kumwe na we babirye. Baribwiraga bati «Iyi mbaga yishwe n'inzara,
umunaniro n'inyota byo mu butayu.»

## Icya kabiri cya Samweli 18

### Ingabo za Abusalomu zitsindwa

1Nuko Dawudi abarura imbaga yari kumwe na we, maze ashyiraho abatware
b'imitwe y'ingabo ibihumbi n'ab'iy'ijana.

2Hanyuma Dawudi agabanya ingabo ze mu byiciro bitatu; icya mbere agiha Yowabu,
icya kabiri agiha Abishayi mwene Seruya, murumuna wa Yowabu, naho icya gatatu
agiha Itayi w'Umugiti. Umwami abwira imbaga, ati «Nanjye ubwanjye niteguye
gutabarana namwe.»

3Baramubwira bati «Ntugomba gutabara, kuko twebwe turamutse duhunze
ntibazatwitaho, n'iyo hapfa igice cya kabiri muri twe ntibatwitaho, naho wowe
uhwanye n'abacu ibihumbi cumi. Ahubwo icyarutaho, ni uko waguma mu mugi ukaza
kudutabara.»

4Umwami arababwira ati «Nzakora ibibashimisha.» Nuko ingabo zirasohoka,
amagana n'ibihumbi, umwami yihagararira ku marembo.

5Umwami ategeka Yowabu, Abishayi na Itayi, ati «Mumbabarire, mwitondere uwo
mwana Abusalomu!» Imbaga yose yumva iryo tegeko umwami ahaye abatware bose,
ku byerekeye Abusalomu.

6Nuko ingabo zirasohoka zijya mu gasozi kurwana na Israheli, maze urugamba
ruremera mu ishyamba ry'i Efurayimu.

7Abagaragu ba Dawudi bahatsindira ingabo za Israheli; uwo munsi hapfa abantu
benshi, bagera ku bihumbi makumyabiri.

8Intambara ikwira mu gihugu cyose, uwo munsi n'ishyamba ubwaryo rihitana benshi
kuruta abishwe n'inkota.

### Yowabu yica Abusalomu


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Hanyuma Abusalomu aza guhubirana n'abagaragu ba Dawudi. Ubwo Abusalomu akaba ku nyumbu ye, maze inyumbu yinjira mu nsi y'ingara z'amashami y'igiti cy'umushishi. Umutwe wa Abusalomu ufatirwa mu mashami y'umushishi, asigara anagana mu kirere hagati y'isi n'ijuru; naho inyumbu yari imuhetse irikomereza.

10Umuntu aramubona, araza abwira Yowabu, ati «Nabonye Abusalomu anagana mu giti.»

11Yowabu asubiza ubimubwiye, ati «Koko se wamubonye! Ni kuki utamuteye ngo umutsinde aho ngaho? Nari kukugororera amasikeli icumi ya feza, ndetse nkaguha n'umukandara!»

12Uwo muntu abwira Yowabu, ati «N'aho wahita umpa amasikeli igihumbi ya feza, nta bwo nakoza ikiganza cyanjye ku mwana w'umwami, kuko twumvise umwami akwihanangiriza, kimwe na Abishayi na Itayi, agira ati 'Muririnde, hatagira ukora kuri uwo muhungu Abusalomu.'

13Na none kandi, iyo mba nakoze iryo shyano nkamwambura ubuzima, nta kintu na kimwe gisoba umwami, ndetse nawe ubwawe wajyaga kubyigurutsa.»

14Yowabu aravuga ati «Wikomeza kuntesha igihe.» Nuko afata mu kiganza cye ibihosho bitatu, maze abitera mu mutima wa Abusalomu, wari ukiri muzima yafashwe n'amashami y'igiti cy'umushishi.

15Hanyuma abasore cumi batwara intwaro za Yowabu, bakikiza Abusalomu, baramusonga arapfa.

16Yowabu avuza ihembe, maze ingabo zireka gukurikirana Abayisraheli, kuko Yowabu yari azigaruye.

17Bafata Abusalomu, bamujugunya mu mwobo wari mu ishyamba, nuko barunda amabuye menshi hejuru ye. Israheli yose yari yahunze, buri wese asubira mu ihema rye.

18Nyamara Abusalomu akiri muzima, yari yashingishije inkingi y'ibuye ho urwibutso mu kibaya cy'umwami, kuko yibwiraga ati «Nta muhungu mfite bazibukiraho izina ryanjye.» Nuko iyo nkingi ayita izina rye, ndetse na n'ubu bayita «Inkingi y'urwibutso rwa Abusalomu.»

## Dawudi bamubikira Abusalomu

19Bukeye, Ahimasi mwene Sadoki aravuga ati «Reka nirukanke mbwire Dawudi inkuru nziza, kuko Uhoraho yamurenganuye, akamukiza ikiganza cy'abanzi be.»

20Yowabu aramusubiza ati «Umwami nta bwo waba umuzaniye inkuru nziza! Uzajyayo undi munsi, ariko uyu munsi nyine ntiwaba uvuga inkuru nziza, kuko yaba ari iy'urupfu rw'umwana w'umwami.»

21Yowabu abwira Umukushi, ati «Jya kubwira umwami ibyo wabonye.» Umukushi


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

apfukama imbere ya Yowabu, hanyuma agenda yiruka.

22Ahimasi mwene Sadoki yongera kubwira Yowabu, ati «Bibe uko byakabaye! Reka nanjye niruke, nkurikire Umukushi.» Yowabu aramubaza ati «Urirukira iki se, mwana wanjye, nibura ko atari inkuru nziza uzahemberwa?»

23Undi ati «Bibe uko byakabaye! Ndagiye.» Yowabu ati «Irukanka!» Ahimasi arirukanka anyura mu nzira y'ikibaya cya Yorudani, maze ahita kuri wa Mukushi.

24Ubwo Dawudi akaba yicaye hagati y'amarembo yombi. Umurinzi ajya hejuru y'irembo ku rukuta, yubuye amaso abona umuntu wirukanka ari wenyine.

25Umurinzi atera hejuru kugira ngo abimenyeshe umwami. Umwami aravuga ati «Ubwo ari wenyine, ni uko hari inkuru nziza aje kuvuga.» Igihe uwo muntu ageze bugufi,

26umurinzi abona undi muntu na we wirukanka. Ubwo umurinzi wari uhagaze ku rukuta hejuru y'urugi atera hejuru ati «Dore undi muntu wirukanka ari wenyine.» Umwami aravuga ati «Uriya na we azanye inkuru nziza.»

27Nuko umurinzi aravuga ati «Noneho menye imyirukire y'uwa mbere: ni iya Ahimasi mwene Sadoki.» Umwami aravuga ati «Ni umuntu mwiza! Azanye inkuru nziza cyane.»

28Ahimasi atera hejuru abwira umwami, ati «Gira amahoro!» Nuko apfukama yubamye ku butaka imbere y'umwami, aravuga ati «Haragasingizwa Uhoraho, Imana yawe, wagukijije abari baguhagurukiye, mwami mutegetsi wanjye!»

29Umwami aramubaza ati «Byose se byagendekeye neza uwo musore Abusalomu?» Ahimasi aramusubiza ati «Narebaga abantu bacitsemo igikuba, igihe Yowabu yoherezaga umugaragu wawe, ariko rero sinamenye impamvu.»

30Umwami aramubwira ati «Igirayo, hagarara hariya.» Yigirayo maze aguma aho ngaho.

31Nuko Umukushi arahagera, aravuga ati «Umwami, umutegetsi wanjye niyumve inkuru nziza: uyu munsi Uhoraho yakurenganuye, agukiza ibiganza by'abaguhagurukiye bose.»

32Umwami abaza Umukushi ati «Byose se byagendekeye neza n'uwo musore Abusalomu?» Umukushi aramusubiza ati «Abanzi b'umwami, umutegetsi wanjye, bose barakabona urwo uwo musore yabonye, kimwe n'abaguhagurukiye bose kugira ngo bakugirire nabi!»

## Icya kabiri cya Samweli 19

### Dawudi aririra Abusalomu

1Nuko umwami abyumvise arasuhererwa, arazamuka ajya mu nzu yo hejuru

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

y'irembo ararira. Yariraga avuga ati «Mwana wanjye Abusalomu! Mwana wanjye! Abusalomu mwana wanjye! Iyo njya gupfa mu mwanya wawe! Abusalomu mwana wanjye! Mwana wanjye!»

2Baza kubwira Yowabu, bati «Dore umwami ariho ararira kandi araganya, kubera Abusalomu.»

3Uwo munsi, umutsindo uhinduka amaganya mu mbaga yose, kuko bari bumvise bavuga ngo «Umwami yababajwe cyane n'umwana we.»

4Uwo munsi nyine, ingabo zose zigaruka rwihishwa mu mugi, boshye abakozwe n'isoni cyangwa abahunze urugamba.

5Umwami yari yipfutse mu maso, agatera hejuru, ati «Mwana wanjye Abusalomu! Abusalomu mwana wanjye! Mwana wanjye!»

6Hanyuma Yowabu yinjira mu nzu asanga umwami, aramubwira ati «Uyu munsi wakojeje isoni uruhanga rw'abagaragu bawe, bagukirije ubuzima kimwe n'abahungu bawe n'abakobwa bawe, abagore bawe n'inshoreke zawe.

7Ukunda abagutuka, ukanga abagukunda! Wagaragaje uyu munsi ko abatware bawe n'abagaragu bawe nta cyo bakumariye. None rero ndabimenye, iyo Abusalomu ajya kuba muzima, naho twe twese tukaba twapfuye uyu munsi, wari kubona ari byo bigutunganiye.

8Ndagusabye rero, ngo uhaguruke ujye kugusha neza umutima w'abagaragu bawe, kuko nkurahiye Uhoraho, ko nutajyayo, nta n'umwe muri busigarane iri joro, kandi bizakuviramo ibyago bikomeye, bisumbye kure ibyo wabonye kuva mu buto bwawe kugeza uyu munsi.»

9Nuko umwami arahaguruka, araza yicara ku karubanda, maze babwira imbaga yose, bati «Dore umwami yicaye ku karubanda!» Nuko imbaga yose ikoranira imbere y'umwami.

### Dawudi agaruka i Yeruzalemu

Abayisraheli bari bahunze, buri wese ajya mu mahema ye.

10Mu miryango yose ya Israheli, impaka zari urudaca mu mbaga, bavuga bati «Umwami yadukuye mu biganza by'abanzi, aturokora ikiganza cy'Abafilisiti, none dore yahunze mu gihugu, ahunga Abusalomu.

11Abusalomu na we twari twasize amavuta ngo atubere umwami, yaguye mu ntambara. Mutegereje iki noneho, kugira ngo mugarure Dawudi?»

12Ibyo Israheli yose yavugaga, bigera ku mwami. Nuko umwami Dawudi atuma kuri Sadoki na Abiyatari abaherezabitambo, ati «Mubwire abakuru b'imiryango ya Yuda muti 'Ni kuki mwaba abanyuma mu kugarura umwami iwe?

13Muri abavandimwe banjye, muri amagufa yanjye n'umubiri wanjye; ni kuki rero

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mwaba abanyuma mu kugarura umwami?’

14Muzabwire kandi Amasa, muti ’Nturi amagufa yanjye n’umubiri wanjye? Imana izankoreshe icyo ishatse cyose, niba udasimbuye Yowabu, ukaba umugaba w’ingabo zanjye iminsi yose.’»

15Nuko Dawudi ahindura atyo ibitekerezo by’Abayuda bose bahuza umugambi. Batuma ku mwami, bati «Garuka, wowe n’abagaragu bawe bose!»

### Dawudi ababarira Shimeyi

16Bukeye, umwami arahaguruka agera kuri Yorudani. Abayuda bari baje i Giligali gusanganira umwami Dawudi, kugira ngo bamwambutse Yorudani.

17Shimeyi mwene Gera, Umubenyamini w’i Bahurimu, yihutira kumanukana n’Abayuda gusanganira umwami Dawudi.

18Yari kumwe n’Ababenyamini igihumbi, na Siba umunyagikari wo mu rugo rwa Sawuli, abahungu be cumi na batanu, n’abagaragu be makumyabiri. Bihutiraga kugera kuri Yorudani gusanganira umwami.

19Nuko bihatira gutegura byose kugira ngo bambutse abo mu nzu y’umwami, kandi ngo bamukorere icyo ashaka. Shimeyi mwene Gera, aherako yijugunya imbere y’umwami, igihe yambukaga Yorudani,

20maze abwira umwami, ati «Mwami, mutegetsi wanjye, ntumbareho icyaha. Ntiwibuke icyaha umugaragu wawe yakoze, umunsi umwami umutegetsi wanjye ava i Yeruzalemu. Umwami ntabigumane mu mutima we,

21kuko jyewe umugaragu wawe nzi ko nacumuye. Ariko uyu munsi, mbaye uwa mbere mu muryango wa Yozefu wose umanutse gusanganira umwami, umutegetsi wanjye.»

22Abishayi mwene Seruya arahaguruka maze aravuga ati «Iyo se yaba impamvu yatuma batica Shimeyi, kandi yaravumye uwo Uhoraho yasize amavuta?»

23Dawudi aramusubiza ati «Ndapfa iki namwe, bene Seruya, cyatuma uyu munsi mumpora icyo ndi bukore? Uyu munsi se hari umuntu ukwiye kwicwa muri Israheli? Ubu se kandi uyu munsi, simenye neza ko ndi umwami wa Israheli?»

24Umwami abwira Shimeyi, ati «Humura, nturi bwicwe.» Nuko agerekaho n’indahiro.

### Dawudi yiyunga na Mefibosheti

25Mefibosheti mwene Sawuli aramanuka, ajya gusanganira umwami. Ntiyari yigeze yisukura, habe no gukaraba ibirenge cyangwa se kwiyogoshesha ubwanwa, ndetse nta n’ubwo yari yarameshe n’imyambaro ye, kuva umwami yagenda kugeza uwo munsi agarutseho ari mutaraga.

26Ngo agere i Yeruzalemu aje gusanganira umwami, umwami aramubaza ati


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

«Mefibosheti, ni iki cyakubujije kujyana nanjye?»

27Aramusubiza ati «Mwami mutegetsi wanjye, umugaragu wanjye yarambeshye; mu by'ukuri nari namubwiye nti 'Untegurire indogobe yanjye, kugira ngo nzamuke njyane n'umwami', kuko jyewe umugaragu wawe ndi ikimuga.

28Rwose umugaragu wanjye yambeshyeye ku mwami, umutegetsi wanjye! Ariko rero, mwami mutegetsi wanjye, uri nk'umumalayika w'Imana, ukore icyo ubona kigutunganiye.

29N'ubusanzwe, abo mu muryango wa data bose babarwaga mu bagomba gutsembwa n'umwami umutegetsi wanjye, nyamara wakiriye umugaragu wawe mu basangira nawe ku meza yawe. Naba ngifite kindi ki se nishingikirijeho? Ikindi nakongera gusaba umwami se kandi ni iki?»

30Umwami aramubwira ati «Ni kuki ukomeza kuvuga ibyo byose? Ndabitegetse: wowe na Siba muzagabana isambu.»

31Mefibosheti abwira umwami, ati «N'iyo yayijyana yose, ubwo umwami umutegetsi wanjye agarutse iwe amahoro!»

### Dawudi agororera Barizilayi

32Barizilayi w'Umugilihadi yari yaramanutse i Rogelimu, yambukana n'umwami Yorudani, amusezereraho hafi ya Yorudani.

33Barizilayi uwo yari ashaje cyane, afite imyaka mirongo inani. Ni we kandi watangaga ibitunga umwami, ubwo yari i Mahanayimu, kuko yari umuntu ukomeye cyane.

34Umwami abwira Barizilayi, ati «Wowe komeza tujyane, nzagutunga uri bugufi yanjye i Yeruzalemu.»

35Ariko Barizilayi abwira umwami, ati «Ubu se nshigaje imyaka ingahe yo kubaho, kugira ngo nzamukane n'umwami i Yeruzalemu?

36Kugeza uyu munsi, mfite imyaka mirongo inani. Ubu se nashobora gutandukanya ikiri cyiza n'ikiri kibi? Umugaragu wawe se aracyaryoherwa n'icyo arya cyangwa anywa? Ndacyashobora se kumva amajwi y'abaririmbyi n'abaririmbyikazi? Ni kuki rero umugaragu wawe yaba akirushya umwami, umutegetsi wanjye?

37Ubwabyo birahagije, niba umugaragu wawe abashije kwambukana n'umwami Yorudani. Ariko se kandi ni iki cyatuma umwami ampa ingororano ingana ityo?

38Ahubwo ndakwinginze ngo ureke umugaragu wawe asubireyo, kugira ngo nsazire mu mugi wanjye hafi y'imva ya data na mama. Ariko kandi ng'uyu Kimuhamu umugaragu wawe, akomeze kujyana n'umwami, umutegetsi wanjye, kandi uzamukoreshe icyo ushaka cyose.»


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

39Umwami aramusubiza ati «Kimuhamu nakomeze kujyana nanjye, kandi nzamukorera icyo ushaka, n'icyo uzansaba cyose nzakigukorera.»

40Imbaga yose yambuka Yorudani, n'umwami arambuka. Hanyuma umwami ahobera Barizilayi kandi amusabira umugisha. Nuko undi asubira iwe

### Impagarara mu Bayuda n'Abayisraheli

41Umwami arakomeza agana i Giligali, na Kimuhamu ajyana na we. Imbaga yose y'Abayuda, ndetse n'icya kabiri cy'Abayisraheli, baramuherekeza.

42Nuko Abayisraheli begera umwami, baramubaza bati «Ni kuki abavandimwe bacu b'Abayuda bakwihereranye, kugira ngo bakwambutse Yorudani n'urugo rwawe rwose, hamwe n'abantu bawe bose?»

43Abayuda bose basubiza Abayisraheli, bati «Ni uko umwami ari mwene wacu. Ni kuki ibyo byababababaza? Hari icyo twariye giturutse ku mwami? Cyangwa se hari ikintu icyo ari cyo cyose yaba yaduhaye?»

44Abayisraheli basubiza Abayuda, bati «Dukubye incuro cumi uburenganzira mwe mufite ku mwami, ndetse yewe no kuri Dawudi. Ni kuki mutatwitayeho? Si twe twavuze mbere ibyo kugarura umwami?» Ariko Abayuda barusha Abayisraheli gushega.

## Icya kabiri cya Samweli 20

### Sheba agomera Dawudi

1Aho hakaba umuntu w'igipfamutima witwa Sheba mwene Bikuri, Umubenyamini. Avuza ihembe, maze aravuga ati «Nta mugabane dufitanye na Dawudi, nta n'umurage dusangiye na mwene Yese! Bayisraheli mwese, buri muntu najye mu mahema ye!»

2Abayisraheli bose barazamuka, bareka Dawudi kugira ngo bakurikire Sheba, mwene Bikuri. Ariko Abayuda basigarana n'umwami wabo, baramuherekeza kuva kuri Yorudani kugera i Yeruzalemu.

3Dawudi ataha iwe i Yeruzalemu. Umwami afata ba bagore cumi b'inshoreke yari yasize ku rugo, maze abashyira mu nzu igenzurwa. Akabaha ibibatunga, ariko ntiyongera kubana na bo. Nuko baguma aho nk'imfungwa kugeza ku munsi w'urupfu rwabo; bameze nk'abapfakazi kandi umugabo akiriho.

### Yowabu yica Amasa

4Bukeye, umwami abwira Amasa, ati «Mpamagariza Abayuda bose, bazakwitabe mbere y'iminsi itatu, kandi nawe uzaba uhari.»

5Amasa ajya guhamagara Abayuda, ariko arenza igihe Dawudi yari yategetse.

6Dawudi abwira Abishayi, ati «Noneho Sheba, mwene Bikuri, agiye kutumerera nabi kurusha Abusalomu. Fata abagaragu ba shobuja, ugende ukurikire Sheba, atavaho

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ashyikira imigi izitiwe, maze akaducika.»

7Nuko Abishayi n'ingabo za Yowabu, Abakereti, Abapeleti, n'abandi bose bamenyereye kurwana, bava i Yeruzalemu bakurikiye Sheba, mwene Bikuri.

8Bageze ku ibuye rinini riri i Gibewoni, ni bwo Amasa yaje arahabasanga. Yowabu yari yambaye imyambaro ye y'intambara, akenyeje umukandara uriho inkota ifashe ku itako, iri mu rwubati. Igihe atambutse, inkota iragwa.

9Yowabu abwira Amasa, ati «Uraho neza se, muvandimwe?» Ikiganza cy'iburyo cya Yowabu gifata mu bwanwabwa Amasa, kugira ngo amuhobere.

10Ariko Amasa ntiyari yitaye ku nkota yari mu kiganza cya Yowabu, ni ko kuyimutera mu nda, amara ye adendeza ku butaka. Ahita apfa ako kanya, Yowabu atongeye kumutera bwa kabiri.

### Iherezo ry'ukugoma kwa Sheba

Yowabu na murumuna we Abishayi bakomeza gukurikira Sheba, mwene Bikuri.

11Umwe mu ngabo za Yowabu yari yasigaye iruhande rw'umurambo wa Amasa. Uwo musore yaravugaga ati «Uri uwa Yowabu kandi akaba uwa Dawudi, nakurikire Yowabu!»

12Nyamara, Amasa yari yigaraguye mu maraso ye aho mu nzira, uwo muntu abona ko abahanyuraga bose bahakererwa, akurura umurambo, awuvana mu nzira awushyira mu gisambu, maze aworosa umwenda, kubera ko abahahitaga bose bahahagararaga.

13Amaze kuwuvana mu nzira, abahanyuraga bose bakurikira Yowabu, bajya gushaka Sheba mwene Bikuri.

14Sheba azenguruka inzu za Israheli zose, kugera Abeli-Betimaka, maze Ababikuri bose barakorana, baramukurikira.

15Yowabu aza kugota Sheba muri Abeli-Betimaka. Nuko barunda ikirundo cy'igitaka ku rukuta rw'umugi. Imbaga yose yari kumwe na Yowabu, icukura inkike kugira ngo ihirime.

16Umugore w'umunyabwenge wari mu mugi atera hejuru, ati «Nimwumve! Nimwumve! Ndabinginze ngo mumbwirire Yowabu, muti 'Ngwino hano ngire icyo nkubwira.'»

17Yowabu aramwegera, umugore aramubaza ati «Mbese ni wowe Yowabu?» Aramusubiza ati «Ni jyewe.» Nuko aramubwira ati «Tega amatwi amagambo y'umuja wawe.» Undi aramusubiza ati «Ndakumva.»

18Umugore arakomeza ati «Kera iyo habaga impaka z'urudaca, hari umugenzo wo kuvuga ngo 'Bajye kugisha inama muri Abeli-Betimaka, ubwo bikaba birangiye.'

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

19Uyu mugi wacu si wo munyamahoro kandi w'indahemuka mu yindi yose ya Israheli? Naho wowe, urashaka kuwurimbura, kandi ari umurwa mukuru muri Israheli! Urashakira iki koreka umurage w'Uhoraho?»

20Yowabu aramusubiza ati «Reka, ntibikambeho! Sinshaka koreka cyangwa kurimbura!

21Nta bwo ari ko bimeze, ahubwo umugabo wo mu misozi y'i Efurayimu witwa Sheba mwene Bikuri, yagomeye umwami Dawudi. Nimumutange wenyine, maze ndeke umugi wanyu.» Umugore abwira Yowabu, ati «Ibyo na byo, tugiye kukujugunyira umutwe we, tuwunyujije hejuru y'inkike.»

22Uwo mugore abwira imbaga yose inama yuje ubwenge, nuko batema umutwe wa Sheba mwene Bikuri, maze bawujugunyira Yowabu. Yowabu aherako avuza ihembe, bareka umugi baranyanyagira buri wese ataha mu mahema ye. Yowabu we, agaruka i Yeruzalemu bugufi y'umwami.

### Abafasha ba Dawudi

23Yowabu yategekaga ingabo zose za Dawudi. Benayahu, mwene Yehoyada, agategeka Abakereti n'Abapeleti.

24Adoramu ni we wari ushinzwe imirimo rusange. Yehoshafati, mwene Ahiludi, akaba umunyamabanga w'umwami,

25Shiya yari umwanditsi; Sadoki na Abiyatari bakaba abaherezabitambo.

26Hakaba na Ira w'i Yayiri, wari umuherezabitambo wa Dawudi.

## Icya kabiri cya Samweli 21

### Abagibewoni n'abakomoka kuri Sawuli

1Ku ngoma ya Dawudi hatera inzara, imara imyaka itatu ikurikiranye. Dawudi abaza Uhoraho, maze Uhoraho aramubwira ati «Ibyo bitewe na Sawuli n'umuryango we b'abicanyi, kubera ko bishe Abagibewoni.»

2Umwami ahamagaza Abagibewoni, arabibabwira. Abagibewoni rero nta bwo bari abo mu miryango ya Israheli, ahubwo bari Abahemori bacitse ku icumu, kandi bari baragiranye isezerano n'Abayisraheli, usibye ko Sawuli yashatse kubatsemba abitewe n'ishyaka yari afitiye Abayisraheli n'Abayuda.

3Dawudi abaza Abagibewoni, ati «Nabagenzereza nte, cyangwa se ni ku buhe buryo nabigororaho, kugira ngo muvuge neza umurage w'Uhoraho?»

4Abagibewoni baramusubiza bati «Icyo dushaka kuri Sawuli n'umuryango we, si ifeza cyangwa zahabu, kandi ntidushaka no kugira uwo twica muri Israheli.» Dawudi aravuga ati «Icyo mumbwira cyose nzakibakorera.»

5Baramubwira bati «Uwo muntu washatse kuturimbura, kandi akibwira ko

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

yadutsembye mu gihugu cyose cya Israheli,

6nimuduhe barindwi mu bamukomokaho, maze tubashwanyagurize imbere y'Uhoraho i Gibeya ya Sawuli, ku musozi w'Uhoraho.» Umwami aravuga ati «Nzababaha.»

7Ariko umwami arokora Mefibosheti, umuhungu wa Yonatani mwene Sawuli, kuko yari yaragiranye na Yonatani isezerano imbere y'Uhoraho.

8Nuko umwami afata abahungu babiri ba Risipa, umukobwa wa Aya, yari yarabyaranye na Sawuli, ari bo Arimoni na Mefibosheti, afata n'abahungu batanu ba Meraba, umukobwa wa Sawuli, yari yarabyaranye na Adiriyeli mwene Barizilayi w'i Mehola;

9abo bose abagabiza Abagibewoni, maze babashwanyaguriza ku musozi imbere y'Uhoraho, uko ari barindwi bapfira icyarimwe. Babishe mu minsi ya mbere y'isarura, mu ntangiriro y'isarura ry'ingano.

10Risipa, umukobwa wa Aya, afata ikigunira acyisasira ku rutare, kuva mu ntangiriro y'isarura kugeza ubwo imvura ihinduye ikagwa kuri iyo mirambo. Ku manywa ntiyarekaga inyoni zo mu kirere zibarya, haba n'inyamaswa zo mu gasozi nijoro.

11Bukeye, babwira Dawudi ibyo Risipa, umukobwa wa Aya, inshoreke ya Sawuli, yakoze.

12Dawudi aherako ajya kuzana amagufa ya Sawuli n'aya Yonatani umuhungu we; ayavana mu bantu b'i Yabeshi ya Gilihadi bari barayanyaze ku mbuga y'i Betishani, aho Abafilisiti babamanitse, umunsi biciye Sawuli i Gilibowa.

13Avanayo amagufa ya Sawuli n'ay'umuhungu we Yonatani, maze bayakoranyiriza hamwe n'amagufa y'abo barindwi bari barashwanyagujwe.

14Amagufa ya Sawuli, ay'umuhungu we Yonatani, n'ay'abo barindwi bayahamba i Sela mu gihugu cya Benyamini, mu mva ya Kishi se wa Sawuli. Barangiza batyo ibyategetswe n'umwami byose, hanyuma Imana ibona kumerera neza igihugu.

### Dawudi arwana n'Abafilisiti

(1 Mateka 20,4–8)

15Bukeye, Abafilisiti bongera gushyamirana n'Abayisraheli. Dawudi n'ingabo ze baramanuka bajya kurwana n'Abafilisiti, bakirwana, Dawudi yumva ananiwe.

16Ishibo-Benobu, wari uwo muri bene Rafa, ni bwo ashatse kwica Dawudi. Uwo mugabo yari afite igihosho gifite uburemere nk'ubw'amasikeli magana atatu y'umuringa, kandi yari yambaye inkota nshya.

17Ariko Abishayi mwene Seruya arahagoboka, maze atera Umufilisiti aramwica. Ni bwo rero ingabo za Dawudi zimwinginze ziti «Ntuzongere gutabarana natwe, hato utazazimya itara rya Israheli!»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

18 Nyuma y'ibyo, hongera kuba intambara ku Bafilisiti i Goba. Ni bwo rero Sibekayi w'i Husha yishe Safu wo muri bene Rafa.

19 Bukeye, i Goba hongera kubera intambara ku Bafilisiti. Elihanani mwene Yayiri w'i Betelehemu yica Goliyati w'i Gati, wari ufite icumu ryanganaga n'igiti cy'umuboshyi w'imyenda.

20 Hongera kuba indi ntambara i Gati. Hakaba umurwanyi ufite intoki esheshatu ku kiganza n'amano atandatu ku kirenge, byose hamwe bikaba makumyabiri na bine, na we akaba akomoka kuri bene Rafa.

21 Ashaka gushotora Israheli, maze Yehonatani mwene Shimeya, umuvandimwe wa Dawudi, aramwica.

22 Abo bose uko ari bane, bari bene Rafa w'i Gati, nuko bose bicwa na Dawudi n'ingabo ze.

## Icya kabiri cya Samweli 22

### Indirimbo ya Dawudi

1 Dawudi aririmbira Uhoraho indirimbo, umunsi Uhoraho amurokoye ikiganza cy'abanzi be bose n'icya Sawuli.

2 Aravuga ati «Uhoraho ni urutare rwanjye, ni we mbaraga zanjye n'Umukiza wanjye.

3 Imana ni yo rutare rwanjye n'ingabo inkingira, intwaro yanjye n'inkingi yanjye; ni yo buhungiro bwanjye n'Umukiza wanjye, ni na yo inkiza abanyamaboko.

4 Uhoraho nahimbazwe! Naramutakambiye, maze ntsinda abanzi banjye.

5 Imyuzure y'urupfu yarantangatanze, n'ibidendezi bya Beliyali birangota.

6 Ingoyi z'ikuzimu zarangose, imitego y'urupfu intanga imbere.

7 Igihe nari mu makuba niyambaje Uhoraho, ntakambira Imana yanjye; mu Ngoro yayo yumvise ijwi ryanjye, ugutakamba kwanjye kugera mu matwi yayo.

8 Nuko isi iratengurwa, ihinda umushyitsi, imfatiro z'ijuru ziranyeganyega, maze byose bitigiswa n'uburakari bwayo.

9 Mu mazuru yayo hacucumuka umwotsi, umuriro utwika usohoka mu munwa wayo, n'amakara agurumana.

10 Yunamisha ijuru maze iramanuka, n'igicu kibudika mu nsi y'ibirenge byayo.

11 Iza ihetswe n'umukerubimu, igurukira hejuru y'amababa y'umuyaga.

12 Umwijima iwugira inturo yayo, ikikizwa n'ikirundo cy'amazi n'ibihu hejuru y'ibindi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Urumuri rutangaje ruyijya imbere, n'amakara aragurumana.

14Uhoraho ahindisha inkuba mu ijuru, Umusumbabyose yumvikanisha ijwi rye.

15Arasa imyambi ye atatanya ibicu, yohereza imirabyo irabimenesha.

16Ubutaka bwo hasi mu nyanja buraboneka, imfatiro z'isi ziragaragara, ku
bw'umuhindagano w'Uhoraho, ku bw'inkubi y'umwuka usohoka mu mazuru ye.

17Aho ari mu ijuru arambura ukuboko aramfata, ankura rwagati mu mazi magari.

18Andokora umwanzi wanjye w'umunyamaboko, n'abampagurukiye kuko bandusha
imbaraga.

19Barantangatanze ku munsi w'amakuba yanjye, ariko Uhoraho ambera
urwishingikirizo.

20Yankuye mu makuba anshyira mu bwisanzure, yarandokoye kuko ankunda.

21Uhoraho yanyitayeho akurikije ubutungane bwanjye, n'ubudacumura bw'ibiganza
byanjye,

22kuko natunganyije inzira z'Uhoraho, kandi singarambire Imana yanjye.

23Amatangazo yahozeho mbere yanjye, n'amategeko yayo sinyavirire;

24nabanaga na yo ntunganye, nirinze gukora icyaha icyo ari cyo cyose.

25Uhoraho yanyituye akurikije ubutungane bwanjye n'ubudahemuka bwanjye
yiboneye n'amaso ye.

26Ku badahemuka, uri indahemuka, naho ku ntwari ukaba indatsimburwa.

27Ku ndacumura, uri indacumura, naho ku bagome, ugahana wihanukiriye.

28Umuryango w'insuzugurwa uwuha umutsindo, ariko abikuza, indoro yawe
ikabacisha bugufi.

29Ni wowe tara ryanjye, Uhoraho; Uhoraho, ni we umurikira umwijima wanjye,

30Iyo ndi kumwe nawe mbasha gutambuka imikokwe y'abanzi, iyo ndi kumwe
n'Imana yanjye, nsimbuka inkike zabo.

31Inzira z'iyi Mana ziraboneye; Ijambo ry'Uhoraho ryarigaragaje. Ni ingabo ikingira
abamufiteho ubuhungiro.

32Ni nde Mana itari wowe? Ni nde rutare nk'Imana yacu?

33Imana ni umwihariko wanjye, kandi inyuza mu nzira iboneye.

34Ihindura ibirenge byanjye nk'iby'imparakazi, ikampagarika ku mpinga z'imisozi;

35yigisha ibiganza byanjye intambara, n'amaboko yanjye gufora umuheto


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

w'umuringa.

36Wampaye ingabo yawe ho agakiza, n'ubugwaneza bwawe bukankomeza;

37intambwe zanjye wazaguriye inzira, ibirenge byanjye ubirinda gutsitara.

38Nakurikiranye abanzi banjye, ndabarimbura, sinagaruka ntamaze kubatsemba;

39narabakubise ntibabasha kweguka, baguye mu nsi y'ibirenge byanjye.

40Wankenyeje imbaraga zo kurwana, abahagurukiye kuntera, urabancogoreza;

41watumye abanzi banjye bantera ibitugu, kugira ngo ndimbure abampagurukiye.

42Baratakambye, ariko ntihagira ubatabara, batakira Uhoraho, ariko ntiyabasubiza;

43nabahinduye umukungugu, ndabanyukanyuka nk'urwondo mu nzira.

44Wandokoye ukwivumbagatanya k'umuryango wanjye, ungira umutware w'amahanga; ihanga ntigeze no kumenya rirankorera.

45Abanyamahanga baranyobotse, mvuga ijambo rimwe bakanyumvira;

46abanyamahanga baracogoye, basohoka mu ngo zabo badagadwa.

47Himbazwa Uhoraho! Urutare rwanjye nirusingizwe! Nihatsinde Imana, yo rutare rw'agakiza kanjye!

48Iyi Mana yamporeye abanzi banjye, yatumye abanyamahanga, bampfukamira.

49Wankijije abanzi banjye, umpa guhashya abampagurukiye, n'abanyamaboko urabangobotora.

50Ni cyo gituma ngushimira, Uhoraho, rwagati mu mahanga, kandi ndaririmba ikuzo ry'izina ryawe:

51Wowe uha umwami wawe imitsindo ikomeye, ntuhemukire uwo wasize amavuta, ari we Dawudi n'urubyaro rwe iteka ryose.»

## Icya kabiri cya Samweli 23

### Amagambo ya nyuma ya Dawudi

1Aya ni yo magambo ya nyuma ya Dawudi: «Uwo ni Dawudi mwene Yese ubivuze,
uwo ni umugabo w'igikomangoma ubivuze, uwasizwe amavuta n'Imana ya Yakobo,
uwo indirimbo za Israheli zikunda gusingiza.

2Umwuka w'Uhoraho wamvugiyemo, n'ijambo rye riri ku rurimi rwanjye.

3Imana ya Israheli yarabivuze, Urutare rwa Israheli yarabimbwiye: Ugenga amahanga akurikije ubutabera, agategeka mu gitinyiro cy'Imana.

4Asa n'umuseke ukebye mu gitondo izuba rirashe, agasa n'igitondo kitagira igicu ku


© 2012, Bible Society of Rwanda.

muhituko w'imvura, ubwo ibyatsi bibengeranishwa n'urumuri.

5Inzu yanjye se, si ko imeze ku Mana, kuko yanyemereye isezerano ritazashira, ritunganye muri byose kandi ryubahirizwa? Imitsindo yanjye, n'ibinyura umutima byose, si yo mbikesha?

6Ariko abagome bose, bo bameze nk'amahwa bajugunye; hari uwatinyuka se kuyafata n'intoki?

7Ahubwo bayigirishayo umuhunda w'icumu n'uruti rwaryo, akazatwikwa, akazakongokera aho ngaho.»

### Intwari zo mu ngabo za Dawudi
(1 Mateka 11,10–47)

8Aya ni yo mazina y'Intwari mu ngabo za Dawudi: Ishibehali, Umuhakemoni, wategekaga abitwa «Intwari eshatu». Umunsi umwe ni we wateye icumu abantu magana inani icyarimwe.

9Akurikirwa na Eleyazari mwene Dodo, w'i Ahoti. Yari umwe muri za Ntwari eshatu, kandi yari kumwe na Dawudi i Pasi-Damimu ubwo bashotoraga Abafilisiti bari bateraniye kurwana. Abayisraheli barahunze,

10ariko we arakomeza yica Abafilisiti, kugeza ubwo ikiganza cye kinanirwa cyumirana n'inkota, maze uwo munsi Uhoraho amuha ugutsinda gukomeye. Imbaga yose iramugarukira, ariko ari ukugira ngo bitwarire iminyago gusa.

11Ukurikiyeho ni Shama, mwene Aga w'Umuharari. Abafilisiti bari bibumbiye hamwe, aho hantu hakaba umurima urimo inkori, maze imbaga ihunga Abafilisiti.

12Ariko we ahagarara hagati mu murima, arawigarurira, yica Abafilisiti, maze Uhoraho amuha ugutsinda gukomeye.

13Igihe cy'isarura, batatu bo mu bitwa «Ba Mirongo Itatu b'imena», baramanuka basanga Dawudi mu buvumo bw'i Adulamu. Ingabo z'Abafilisiti zikaba zaciye ingando mu Kibaya cy'Abarefayimu.

14Icyo gihe Dawudi yari mu buhungiro, naho ingabo z'Abafilisiti ziri i Betelehemu.

15Dawudi avuga icyifuzo cye, agira ati «Ni nde uzansomya ku mazi y'iriba riri ku irembo ry'i Betelehemu?»

16Maze abo bagabo batatu b'intwari, banyura mu ngando y'Abafilisiti barwana, bavoma amazi mu iriba riri hafi y'irembo ry'i Betelehemu, bayazanira Dawudi. We ariko yanga kuyanywa, ahubwo ayanyanyagiza imbere y'Uhoraho.

17Aravuga ati «Uhoraho arandinde gukora kuri aya mazi! Aya ni amaraso y'abantu bahaze amagara yabo, bakajya hariya hantu!» Nuko yanga kuyanywa. Ibyo ni byo byakozwe na ba bagabo b'intwari uko ari batatu.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

18Abishayi, murumuna wa Yowabu, mwene Seruya, yategekaga abitwa «Ba Mirongo
Itatu b'imena».» Yakaraze icumu rye yica abantu magana atatu icyarimwe, bituma
aba ikirangirire muri za Ntwari mirongo itatu.

19Ikuzo rye ryasumbaga iry'abandi bose muri ba Mirongo Itatu, nyamara ntiyigeze
asingira Intwari eshatu za mbere.

20Benayahu mwene Yehoyada, umugabo w'intwari, wabarirwaga mu bakoze
ibikorwa bikomeye, akaba akomoka i Kabuseli. Ni we wishe abahungu bombi ba
Ariyeli Umumowabu; kandi aramanuka yica intare yari mu mwobo igihe cy'urubura.

21Ni we kandi wishe Umunyamisiri w'intwari. Uwo Munyamisiri yari afite icumu mu
ntoki, nuko Benayahu aramanuka amusanga yitwaje inkoni, yambura uwo
Munyamisiri icumu rye, ararimwicisha.

22Ngibyo ibyakozwe na Benayahu mwene Yehoyada, maze aba ikirangirire muri Ba
Mirongo Itatu b'imena.

23Yarubashywe kurusha Ba Mirongo Itatu b'imena, ariko ntiyashyikira Intwari
eshatu za mbere. Maze Dawudi amugira umutware w'abamurindaga.

24Asaheli, murumuna wa Yowabu, na we yabarirwaga muri Ba Mirongo Itatu
b'imena, kimwe na Elihanani mwene Dodo w'i Betelehemu.

25Babarirwagamo kandi Shama na Elika b'i Harodi;

26Helesi w'i Paliti, Ira mwene Ikeshi w'i Tekowa,

27Abiyezeri w'i Anatoti, Mebunayi w'i Husha,

28Salumoni w'i Aho, Maharayi w'i Netofa,

29Helebu mwene Bana w'i Netofa, Itayi mwene Ribayi w'i Gibeya mu Babenyamini,

30Benayahu w'i Pireyatoni, Hidayi wo ku bidendezi by'i Gashi,

31Abi- Aluboni w'i Aruba, Azimaweti w'i Bahurimu,

32Eliyahiba w'i Shaluboni na Yasheni w'i Gimizo.

33Barimo kandi Yehonatani mwene Shama w'i Harari, Ahiyamu mwene Sharari w'i
Arari,

34Elifeleti mwene Ahasibayi w'i Betimaka, Eliyamu mwene Ahitofeli w'i Gilo,

35Hesirayi w'i Karumeli, Parayi w'i Arabi,

36Yigali mwene Natani w'i Soba, Bani w'i Gadi,

37Seleki w'Umuhamoni, Naharayi w'i Beroti, watwaraga intwaro za Yowabu mwene
Seruya,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

38 Ira w'i Yatiri, Garebu w'i Yatiri

39 na Uriya w'Umuhiti. Bose bakaba mirongo itatu na barindwi.

## Icya kabiri cya Samweli 24

### Dawudi abarura imbaga ya Israheli

(1 Mateka 21,1–6)

1 Uhoraho yongera kurakarira Abayisraheli, maze abateza Dawudi, ati «Genda ubarure Israheli na Yuda.»

2 Umwami abwira Yowabu, umugaba w'ingabo wari kumwe na we, ati «Uzenguruke imiryango yose ya Israheli, uhereye i Dani ukageza i Berisheba, maze ubarure imbaga, kugira ngo menye umubare wayo.»

3 Yowabu abwira umwami, ati «Uhoraho, Imana yawe, agwize imbaga incuro ijana, kandi umwami umutegetsi wanjye abyirebera. Ariko se ni mpamvu ki umwami umutegetsi wanjye ashaka gukora ikintu nk'icyo?»

4 Ariko biba iby'ubusa, itegeko ry'umwami riganza Yowabu n'abatware b'ingabo, nuko Yowabu ahagurukana n'abatware b'ingabo z'umwami, bajya kubarura imbaga ya Israheli.

5 Bambuka Yorudani, bahera i Aroweri no kuva ku mugi uri hepfo, iruhande rw'amasumo, hanyuma berekeza mu Bagadi n'i Yazeri.

6 Bagera muri Gilihadi no mu gihugu cy'Abahiti n'i Dani, maze barakomeza bagera i Sidoni.

7 Bukeye, binjira muri Tiri no mu migi yose y'Abahivi n'Abakanahani. Hanyuma bajya i Negevu ya Yuda, i Berisheba.

8 Bazenguruka batyo igihugu cyose, bagera i Yeruzalemu nyuma y'amezi icyenda n'iminsi makumyabiri.

9 Yowabu ashyikiriza umwami imibare y'ibarura ry'imbaga: Israheli yarimo abagabo b'intwari ibihumbi magana umunani bashobora gutwara inkota, naho Yuda harimo abagabo ibihumbi magana atanu.

### Imana ihana Dawudi

(1 Mateka 21,7–17)

10 Dawudi ngo amare kubarura imbaga, yumva umutima we udiha. Ni ko kubwira Uhoraho, ati «Ni icyaha gikomeye nakoze. None rero, Uhoraho, ndakwinginze ngo wirengagize icyaha cy'umugaragu wawe, kuko nakoze nk'umusazi.»

11 Ngo bucye mu gitondo Dawudi abyutse, Ijambo ry'Uhoraho ryigaragariza umuhanuzi Gadi, umushishozi wa Dawudi, muri aya magambo:

12 «Genda ubwire Dawudi, uti 'Dore uko Uhoraho avuze: Ngushyize imbere ibihano

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bitatu. Hitamo kimwe muri byo, maze nzabe ari cyo nguhanisha.'»

13Gadi rero ajya kwa Dawudi, arabimumenyesha. Aramubwira ati «Ari uguterwa n'inzara imyaka itatu mu gihugu cyawe, ari ukumara amezi atatu uhunga umwanzi waguhagurukiye, cyangwa se iminsi itatu y'icyorezo mu gihugu cyawe, icyo uhisemo ni ikihe? Ngaho rero, tekereza neza, maze umbwire icyo ngomba gusubiza uwantumye.»

14Dawudi asubiza Gadi, ati «Ubu ndi mu makuba akomeye cyane... Reka tugwe mu biganza by'Uhoraho kuko ari umunyambabazi, aho kugira ngo ngwe mu biganza by'abantu!»

15Nuko Dawudi ahitamo icyorezo. Hari mu gihe cyo gusarura ingano. Uhoraho ni ko guteza icyorezo muri Israheli, kuva muri icyo gitondo kugeza igihe yateganyije, maze hapfa abantu ibihumbi mirongo irindwi, uhereye i Dani ukageza i Berisheba.

16Umumalayika aramburira ikiganza kuri Yeruzalemu kugira ngo ayirimbure, ariko Uhoraho yisubiraho; ni ko kubwira uwo mumalayika wariho arimbura imbaga, ati «Ibyo birahagije. Ubu ngubu hina ukuboko.» Ubwo kandi uwo mumalayika w'Uhoraho yari bugufi bw'imbuga ya Arawuna w'Umuyebuzi.

17Ubwo Dawudi yarebaga umumalayika wicaga imbaga, abwira Uhoraho, ati «Ni jye wacumuye, kandi ni jye wakoze icyaha, ariko se nk'iyi mbaga yo yakoze iki? Ndakwinginze ngo abe ari jye uhanwa n'abo mu rugo rwanjye!»

### Dawudi yubakira Uhoraho urutambiro
(1 Mateka 21,18–27)

18Uwo munsi, Gadi asanga Dawudi aramubwira ati «Zamuka wubakire Uhoraho urutambiro ku mbuga ya Arawuna, Umuyebuzi.»

19Dawudi arazamuka nk'uko Gadi yabimubwiye, abitegetswe n'Uhoraho.

20Arawuna akebutse, abona umwami n'abagaragu be baza bamusanga. Arasohoka, apfukama yubamye ku butaka imbere y'umwami.

21Arawuna aramubaza ati «Mwami, mutegetsi wanjye, uzanywe n'amahoro ku mugaragu wawe?» Dawudi aramusubiza ati «Nje kugura imbuga yawe, kugira ngo nyubakeho urutambiro rw'Uhoraho. Bityo icyorezo kijye kure y'imbaga.»

22Arawuna abwira Dawudi, ati «Umwami, umutegetsi wanjye afate ibyo ashatse byose, kugira ngo ature igitambo gitwikwa. Dore n'izi nka ube ari zo uturaho igitambo gitwikwa, naho igare n'imitambiko yaryo bibe inkwi zo gucana.»

23Ibyo byose Arawuna abiha umwami. Nuko Arawuna abwira umwami, ati «Uhoraho Imana yawe ibigushimire!».

24Ariko umwami abwira Arawuna, ati «Oya, ahubwo ndabigura nawe, sinshaka gutura Uhoraho, Imana yanjye, ibitambo bitwikwa nta cyo mbiguze.» Dawudi rero,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

agura iyo mbuga n'izo nka ku masikeli mirongo itanu ya feza.

25Aho ni ho Dawudi yubakiye Uhoraho urutambiro, kandi ahaturira ibitambo
bitwikwa n'ibitambo by'ubuhoro. Nuko Uhoraho abona kugirira neza igihugu,
n'icyorezo kijya kure ya Israheli.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Icya mbere cy'Abami 1

### Ubusaza bwa Dawudi

1 Umwami Dawudi yari ashaje, ageze mu zabukuru; bamworosaga imyenda ariko ntashobore gususuruka.

2 Abagaragu be baramubwira bati «Mwami, mutegetsi wacu, bagushakire umwari w’isugi mujye mubana, akubere umunyanzu; muzaryamana agupfumbate maze ususuruke.»

3 Bashaka inkumi nziza mu gihugu cyose cya Israheli, babona uwitwa Abishagi w’i Shunemu, nuko bamuzanira umwami.

4 Uwo mukobwa yari afite uburanga buhebuje; yitaga ku mwami akamukorera, ariko umwami ntiyamwegera.

### Adoniya ashaka kuba umwami

5 Adoniya mwene Hagita yarikuzaga, agira ati «Ni jye uzaba umwami.» Ashaka amagare y’intambara n’amafarasi, ndetse n’abantu mirongo itanu bo kujya bamugenda imbere.

6 Ise, nta na rimwe mu buzima bwe, yigeze amucyaha, ngo amubaze ati «Ibyo ukoze ni ibiki?» Kandi rero Adoniya yari mwiza cyane, yari yaravutse akurikira Abusalomu.

7 Yagiye inama na Yowabu mwene Seruya, n’umuherezabitambo Abiyatari, baramushyigikira.

8 Ariko umuherezabitambo Sadoki, na Benayahu mwene Yehoyada, n’umuhanuzi Natani, na Shimeyi, na Reyi, n’intwari za Dawudi, bo ntibigeze bifatanya na Adoniya.

9 Nuko afata intama, ibimasa by’inkone n’inyana z’imishishe, abituraho igitambo hafi y’ibuye rya Zoheleti ryari iruhande rw’iriba rya Rogeli. Ni bwo atumiye abavandimwe be bose, ari bo bana b’umwami, n’Abayuda bose bakoreraga umwami.

10 Ariko ntiyatumira umuhanuzi Natani, na Benayahu, n’intwari, n’umuvandimwe we Salomoni.

### Natani na Betsabe bashyigikira Salomoni

11 Nuko Natani abwira Betsabe, nyina wa Salomoni, ati «Mbese ntiwamenye ko Adoniya mwene Hagita yigize umwami, akiyimika umutegetsi wacu Dawudi atabizi?

12 Ubu rero reka nguhe inama ugomba gukurikiza kugira ngo ukize amagara yawe n’ay’umuhungu wawe Salomoni.

13 Ngaho genda nonaha, usange umwami Dawudi maze umubwire uti ’Mwami, mutegetsi wanjye, si wowe warahiriye umuja wawe, uti: Umuhungu wawe Salomoni

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ni we uzanzungura maze gutanga, akazicara ku ntebe yanjye y’ubwami? None rero kuki Adoniya yabaye umwami?’

14 Nanjye kandi, mu gihe uzaba ukivugana n’umwami, nzinjira ntere mu ryawe.»

15 Betsabe yinjira ibwami, asanga umwami aho yari mu nzu araramo: umwami yari ashaje cyane, imirimo yose yayikorerwaga na Abishagi w’i Shunemu.

16 Betsabe arunama aramya umwami, maze umwami aramubaza ati «Urashaka iki?»

17 Aramusubiza ati «Mutware, warahiye Uhoraho, Imana yawe ubwira umuja wawe uti ’Umuhungu wawe Salomoni ni we uzanzungura, akazicara ku ntebe yanjye y’ubwami.’

18 None dore ubu Adoniya yabaye umwami kandi nta cyo ubiziho, mwami, mutegetsi wanjye!

19 Yatuye ibitambo by’ibimasa, inyana z’imishishe n’intama nyinshi, kandi atumira abana b’umwami bose, ndetse n’umuherezabitambo Abiyatari, na Yowabu, umukuru w’ingabo, ariko ntiyatumira umugaragu wawe Salomoni!

20 None wowe, mwami, mutegetsi wanjye, Israheli yose iguhanze amaso, itegereje ko uyimenyesha uzazungura umwami, umutegetsi wanjye amaze gutanga.

21 Umwami, umutegetsi wanjye, namara gutanga, jye n’umwana wanjye Salomoni bazadufata nk’abagome.»

22 Igihe yari akivugana n’umwami, hinjira umuhanuzi Natani.

23 Bamenyesha umwami, bati «Nguyu umuhanuzi Natani!» Natani aza imbere y’umwami, apfukama imbere ye uruhanga rukora ku butaka.

24 Nuko aravuga ati «Mwami, mutegetsi wanjye, ese ni wowe wategetse uti ’Adoniya azime ingoma nyuma yanjye, maze abe ari we wicara ku ntebe yanjye?’

25 Kuko uyu munsi yamanutse ku iriba rya Rogeli, ahaturira ibitambo by’ibimasa, inyana z’imishishe n’intama nyinshi kandi atumira abana bose b’umwami, abatware b’ingabo n’umuherezabitambo Abiyatari; ubu bari kumwe na we barya kandi banywa bavuga bati ’Haragahoraho umwami Adoniya!’

26 Icyakora jye umugaragu wawe ntibantumiye, kimwe n’umuherezabitambo Sadoki na Benayahu mwene Yehoyada, ndetse n’umugaragu wawe Salomoni.

27 Ibyo se koko byaba byakozwe bitegetswe n’umwami, umutegetsi wanjye? Nyamara ntiwigeze ubwira umugaragu wawe uzicara ku ntebe y’umwami, umutegetsi wanjye, wowe umaze gutanga.»

28 Umwami Dawudi aravuga ati «Nimumpamagarire Betsabe!» Betsabe yitaba umwami, nuko ahagarara imbere ye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

29Umwami arahira, agira ati «Ndahiye Uhoraho Nyir'ubuzima, wancunguye mu mubabaro wose,

30kandi nk'uko nabikurahiye imbere y'Uhoraho Imana ya Israheli: umuhungu wawe Salomoni ni we uzanzungura, ni we uzicara ku ntebe y'ubwami mu mwanya wanjye. Ndetse ni ko mbitegtse uyu munsi.»

31Betsabe yunamira umwami, aramuramya avuga ati «Umwami Dawudi, umutegetsi wanjye, aragahoraho iteka!»

### Salomoni agirwa umwami wa Israheli

(1 Matek 29,21–25)

32Umwami Dawudi aravuga ati «Nimumpamagarire umuherezabitambo Sadoki, umuhanuzi Natani na Benayahu mwene Yehoyada!» Nuko bitaba umwami.

33Arababwira ati «Mujyane n'abagaragu ba shobuja, muhekeshe umuhungu wanjye Salomoni ku nyumbu yanjye bwite, maze mumanukane na we ku iriba rya Gihoni.

34Aho ni ho umuherezabitambo Sadoki n'umuhanuzi Natani bari bumusigire amavuta amwimikira kuba umwami wa Israheli, naho mwe muvuze impanda, murangurura amajwi muti 'Harakabaho umwami Salomoni!'

35Muzamuke mumushagaye, aze yicare ku ntebe yanjye y'ubwami; ni we uzaba anzunguye ku bwami kuko ari we nashyiriyeho kuba umutware w'imiryango ya Israheli na Yuda.»

36Benayahu mwene Yehoyada asubiza umwami, ati «Amen! Uko ni ko Uhoraho, Imana y'umwami umutegetsi wanjye avuze.

37Uko Uhoraho yabanaga n'umwami, umutegetsi wanjye, azabe ari ko abana na Salomoni, azakomeze ingoma ye kurusha uko yakomeje iy'umwami Dawudi, umutegetsi wanjye.»

38Umuherezabitambo Sadoki, umuhanuzi Natani, na Benayahu mwene Yehoyada, ndetse n'Abakereti n'Abapeleti baramanuka; bahekesha Salomoni ku nyumbu y'umwami Dawudi, bamujyana i Gihoni.

39Umuherezabitambo Sadoki afata ihembe ry'amavuta ryari mu ihema, asiga Salomoni ayo mavuta, aramwimika; maze bavuza impanda, abantu bose batera hejuru bagira bati «Harakabaho umwami Salomoni!»

40Imbaga y'abantu izamuka imushagaye; ubwo bavuzaga imyironge, banezerewe cyane ku buryo isi yatigitaga kubera imyiyereko yabo.

### Salomoni ababarira Adoniya

41Adoniya n'abatumirwa be bose bakimara kurya bumva amashyi y'ibyishimo. Ndetse na Yowabu yumva ijwi ry'impanda, noneho aravuga ati «Kuki hari urusaku mu mugi?»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

42Akibivuga haza Yonatani mwene Abiyatari w'umuherezabitambo. Adoniya aramubwira ati «Ngwino, uri ingirakamaro, ugomba kuba ufite inkuru nziza watugezaho.»

43Yonatani asubiza Adoniya ko nta yo! Arakomeza, ati «Umwami Dawudi, umutegetsi wacu yimitse Salomoni amugira umwami!

44Umwami yamwohereje umuherezabitambo Sadoki n'umuhanuzi Natani, na Benayahu mwene Yehoyada, ndetse n'Abakereti hamwe n'Abapeleti, bamuhekesha ku nyumbu y'umwami.

45Umuherezabitambo Sadoki n'umuhanuzi Natani ni bo bamusigiye amavuta i Gihoni bamwimika, bahava bazamuka banezerewe cyane, none umugi wose urarangira; ni rwo rusaku mwumvise.

46None ubu Salomoni yicaye ku ntebe y'umwami;

47byongeye kandi abagaragu b'umwami baje gushimira umwami Dawudi, umutegetsi wacu, bagira bati 'Imana yawe ikuze izina rya Salomoni kurusha iryawe kandi ikomeze ingoma ye kurusha uko yakomeje iyawe.' Umwami arambarara ku buriri bwe,

48aravuga ati 'Uhoraho, Imana ya Israheli ahimbazwe, kuko yatumye uyu munsi mbona umwe mu bana banjye ansimbuye ku ntebe!'»

49Abatumirwa bose ba Adoniya bashya ubwoba, bahaguruka bagenda umwe umwe, bakwira imishwaro.

50Adoniya we, kubera gutinya Salomoni, arahaguruka ajya gufata amahembe y'urutambiro.

51Babimenyesha Salomoni bamubwira bati «Dore Adoniya yatinye umwami Salomoni, ajya gufata amahembe y'urutambiro, avuga ati 'Iyaba uyu munsi umwami Salomoni yari kundahira ko atazanyicisha inkota, jyewe umugaragu we!'»

52Salomoni aravuga ati «Niyerekana ko ari umuntu w'indakemwa, nta gasatsi ke na kamwe kazagwa hasi; ariko nabonwaho n'agakosa gato azapfa.»

53Umwami Salomoni yohereza abantu bo kumukura ku rutambiro. Araza aramya umwami Salomoni, Salomoni na we aramubwira ati «Taha iwawe!»

## Icya mbere cy'Abami 2

### Amabwiriza ya nyuma yatanzwe na Dawudi

1Dawudi amaze kumva ko agiye gupfa, yahamagaye umuhungu we Salomoni amuha aya mabwiriza, agira ati

2«Ngiye kunyura inzira umuntu wese agomba kunyura, naho wowe urakomere ube

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

intwari!

3Uzitondere kubahiriza ibyo Uhoraho Imana yawe yategetse, ugendere mu nzira ze, wubahirize amategeko ye, amateka ye, amabwiriza ye, n'ibyo yadushinze byose, nk'uko byanditswe mu Mategeko yahaye Musa. Nubigenza utyo, uzabasha gutunganya neza ibyo uzaba ushaka kugeraho byose,

4kandi Uhoraho azarangiza ijambo yambwiye agira ati 'Abana bawe nibaba indakemwa mu mico, bakagenda imbere yanjye bubahiriza amategeko n'umutima wabo wose, n'imbaraga zabo zose, nta na rimwe hazabura umwe muri bo uzazungura ingoma ya Israheli.'

5Byongeye kandi, uzi ibyo Yowabu mwene Seruya yankoreye, ibyo yakoreye abategeka babiri b'ingabo za Israheli, ari bo Abuneri mwene Neri na Amasa mwene Yeteri. Yarabishe, ubwo aba amennye amaraso mu gihe cy'amahoro nk'aho ari mu gihe cy'intambara; ayo maraso ayasiga umukandara yari akenyeje n'inkweto yari yambaye.

6Nuko rero, uzakore ukurikije ubwitonzi bwawe, ntuzemere ko yisazira mu mahoro.

7Ahubwo uzagirire ubuntu abana ba Barizilayi w'i Gilihadi; bajye basangira n'abarira ku meza yawe, kuko ineza nk'iyo ari yo bangiriye igihe nari narahunze umuvandimwe wawe Abusalomu.

8Dore kandi uri hamwe na Shimeyi, mwene Gera w'Umubenyamini, ukomoka ku musozi wa Bahurimu; yaramvumye bikabije igihe najyaga i Mahanayimu, ariko mvuyeyo yaje kunsanganirira kuri Yorudani, maze murahira Uhoraho ngira nti 'Sinzakwicisha inkota.'

9Icyakora ntuzamugire umwere; kubera ko wowe uri umunyabwenge, uzi uko uzamugenza: ntazamanukire ikuzimu utamwishe.»

### Dawudi atanga, Salomoni akamuzungura

(1 Matek 29,26–28)

10Dawudi aratanga, umurambo we ushyingurwa mu Murwa wa Dawudi.

11Igihe cy'imyaka mirongo ine ni cyo Dawudi yamaze ategeka Israheli. Yategetse imyaka irindwi i Heburoni, na mirongo itatu n'itatu i Yeruzalemu.

12Nuko Salomoni azungura se Dawudi ku ntebe y'ubwami, ubwami bwe burakomera cyane.

### Salomoni yicisha Adoniya

13Adoniya mwene Hagita ajya kwa Betsabe nyina wa Salomoni. Betsabe aramubaza, ati «Uzanywe n'amahoro?» Na we aramusubiza ati «Ni amahoro.»

14Adoniya arakomeza ati «Mfite icyo nkubwira.» Ati «Ngaho mbwira.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Adoniya ati «Uzi nawe ubwawe ko ubwami bwari ubwanjye, Israheli yose impanze amaso ngo mbe umwami. Ariko narabwambuwe, buhabwa umuvandimwe wanjye Salomoni, wabuhawe ku bubasha bw'Uhoraho.

16Mfite ikintu kimwe ngusaba uyu mwanya; ntukinyime.» Betsabe aramubwira ati «Vuga!»

17Adoniya aramubwira ati «Ndakwinginze, usabe umwami Salomoni kuko wowe adashobora kukwangira, anshyingire Abishagi w'i Shunemu.»

18Aramusubiza ati «Ni byiza! Ndajya kukubwirira umwami.»

19Betsabe asanga umwami Salomoni kugira ngo amubwire ibyo yatumwe na Adoniya. Umwami amubonye aramusanganira, aramwunamira, hanyuma asubira ku ntebe ye y'ubwami, atumiza indi ntebe ayicazaho umugabekazi iburyo bwe.

20Betsabe aramubwira ati «Mfite akantu gato ngusaba, ntukanyime.» Umwami aramusubiza ati «Nsaba, mubyeyi, sinakwima.»

21Aramubaza ati «Birashoboka ko twashyingira Abishagi w'i Shunemu, tukamuha umuvandimwe wawe Adoniya?»

22Umwami Salomoni asubiza nyina, agira ati «Kuki usabira Adoniya umukobwa Abishagi w'i Shunemu? Ahubwo musabire ubwami kuko ari we mukuru kuri jye kandi umuherezabitambo Abiyatari na Yowabu mwene Seruya bakaba bamushyigikiye!»

23Umwami Salomoni arahira mu izina ry'Uhoraho, agira ati «Niba ijambo Adoniya yavuze ridakwiye kumwicisha, Imana inkorere uko ishaka!

24Kuva ubu, ndahiye mu izina ry'Uhoraho Nyir'ubuzima, we wankomeje agatuma nicara ku ntebe ya data Dawudi, kandi akanyinjiza mu rwego rw'abami nk'uko yari yarabivuze: uyu munsi Adoniya aricwa.»

25Umwami Salomoni yohereza Benayahu mwene Yehoyada, afata Adoniya aramwica.

### Salomoni yirukana Abiyatari mu Murwa wa Yeruzalemu

26Naho umuherezabitambo Abiyatari, umwami aramubwira ati «Genda ujye i Anatoti mu isambu yawe. Rwose wari ukwiye gupfa, ariko sinkwica uyu munsi kuko wahetse Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho imbere ya data Dawudi, kandi ukifatanya na data mu byamubabaje byose.»

27Nuko Salomoni yambura Abiyatari imirimo y'ubuherezabitambo bw'Uhoraho, bityo ijambo Uhoraho yavugiye i Silo ku nzu ya Heli rirasohora.

### Salomoni yicisha Yowabu

28Yowabu amaze kumva ibyabaye kuri Adoniya no kuri Abiyatari, ahungira mu ihema ry'Uhoraho, maze afata ku mahembe y'urutambiro kandi ni koko, yari


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

yarifatanyije na Adoniya, n'ubwo mbere y'aho atari yarashyigikiye Abusalomu.

29Bamenyesha umwami Salomoni bati «Yowabu yahungiye mu ihema ry'Uhoraho, ari iruhande rw'urutambiro.» Salomoni yohereza Benayahu mwene Yehoyada, aramubwira ati «Genda umwice!»

30Benayahu yinjira mu ihema ry'Uhoraho, abwira Yowabu ati «Umwami aravuze ngo sohoka!» Yowabu aramusubiza ati «Oya! Aha ni ho nzagwa.» Benayahu ageza ku mwami igisubizo cya Yowabu.

31Umwami aramusubiza ati «Kora uko yabivuze, umwice maze umuhambe. Ubwo jye n'inzu ya data, uzaba uduhanaguyeho amaraso Yowabu yamennye nta mpamvu.

32Uhoraho azaba amugeretseho amaraso y'abantu babiri b'intungane kandi bamurusha ubwiza yicishije inkota, data Dawudi atabizi. Abo ni Abuneri mwene Neri, umukuru w'ingabo za Israheli, na Amasa mwene Yeteri, umukuru w'ingabo zo kwa Yuda.

33Amaraso y'abo bantu azahorwe Yowabu n'abamukomokaho ubuziraherezo! Naho Dawudi n'abamukomokaho, n'inzu ye, n'ingoma ye, bazahorane igihe cyose ihirwe rikomoka kuri Uhoraho.»

34Benayahu mwene Yehoyada arazamuka, afata Yowabu aramwica; Yowabu ahambwa iwe mu butayu.

35Umwami amusimbuza Benayahu mwene Yehoyada kugira ngo abe umutware w'ingabo, kandi ashyira umuherezabitambo Sadoki mu mwanya wa Abiyatari.

### Salomoni yicisha na Shimeyi

36Umwami atumiza Shimeyi, aramubwira ati «Iyubakire inzu mu mugi wa Yeruzalemu uyituremo, ntuzayivemo ngo ugire ahandi ujya.

37Nuramuka uyivuyemo ukambuka umugezi wa Sedironi, uzamenye ko uzapfa nta kabuza kandi amaraso yawe ni wowe azabarwaho!»

38Shimeyi asubiza umwami, ati «Ibyo uvuze ni byiza. Umugaragu wawe azagenza nk'uko umwami, umutegetsi wanjye avuze»; nuko Shimeyi amara igihe kirekire muri Yeruzalemu.

39Ariko imyaka itatu irangiye, babiri mu bagaragu ba Shimeyi barahunga, bajya kwa Akishi mwene Maka, umwami w'i Gati. Baza kubimenyesha Shimeyi, bati «Dore abagaragu bawe bageze i Gati.»

40Akibyumva, Shimeyi arahaguruka, yurira indogobe ye, afata urugendo yerekeza i Gati kwa Akishi gushaka abagaragu be.

41Bukeye bamenyesha Salomoni ko Shimeyi yavuye i Yeruzalemu akajya i Gati, ariko akaba yagarutse.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

42 Umwami atumiza Shimeyi, aramubwira ati «Sinakurahije mu izina ry'Uhoraho, nkanakumenyesha nti 'Umunsi uzava mu mugi ugiye aho ariho hose, uzapfa nta kabuza'? Waranshubije uti 'Ibyo uvuze ni byiza, nabyumvise.'

43 None se ni iki cyatumye utubahirije indahiro wagiriye imbere y'Uhoraho, n'itegeko naguhaye?»

44 Nuko umwami abwira Shimeyi, ati «Urabizi kandi n'umutima wawe uzi ikibi wakoreye data Dawudi, none Uhoraho agiye kuguhora ubwo bugome bwawe.

45 Ariko umwami Salomoni nahabwe umugisha, n'ingoma ya Dawudi ihore ikomeye imbere y'Uhoraho igihe cyose!»

46 Nuko umwami ategeka Benayahu mwene Yehoyada kumwica; Benayahu arasohoka asumira Shimeyi, aramwica. Uko ni ko ubutegetsi bw'umwami Salomoni bwashinze imizi burahama.

## Icya mbere cy'Abami 3

### INGOMA YA SALOMONI

#### Salomoni arongora umukobwa wa Farawo

1 Salomoni aba umukwe wa Farawo, umwami wa Misiri; arongora umukobwa wa Farawo amutuza mu Murwa wa Dawudi, kuko yari atararangiza kubaka ingoro ye bwite, Ingoro y'Uhoraho, n'urukuta rugose Yeruzalemu.

2 Icyakora abantu bakomeza guturira ibitambo mu masengero y'ahirengeye, kuko kugeza icyo gihe nta Ngoro yariho yari yarubakiwe izina ry'Uhoraho.

3 Salomoni akunda Uhoraho ku buryo yagendaga yubahiriza amategeko ya se Dawudi, nyamara akajya aturira ibitambo mu masengero y'ahirengeye, akanahatwikira imibavu.

#### Salomoni asaba Uhoraho ubwitonzi mu butegetsi bwe

(2 Matek 1,1–13)

4 Umwami ajya i Gibewoni kuhaturira igitambo, kuko ari ho hari hirengeye. — Kuri urwo rutambiro Salomoni yahaturiye ibitambo bitwikwa bigeze ku gihumbi.—

5 Ari aho i Gibewoni, Uhoraho amubonekera nijoro mu nzozi, nuko Imana iramubwira iti «Saba! Urumva naguha iki?»

6 Salomoni arasubiza ati «Wagaragarije umugaragu wawe data Dawudi ubudahemuka bukomeye, kuko yagendaga imbere yawe yubahiriza amategeko, akakugirira ubutabera n'ubutungane bw'umutima. Na n'ubu uracyamukomereza ubwo budahemuka, kuko n'umwana we wamwicaje ku ntebe y'ubwami.

7 None rero, Uhoraho Mana yanjye, ni wowe wahaye umugaragu wawe kwima ingoma mu mwanya wa data Dawudi, jyewe w'agasore nkaba ntazi gutegeka.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8Umugaragu wawe ari hagati mu muryango witoranyirije, umuryango munini udashobora kubarwa cyangwa kubarurwa, kubera ubwinshi bw'abawugize.

9Ha rero umugaragu wawe umutima ushishoza kugira ngo ategeke umuryango wawe, asobanure ikibi n'icyiza; ubundi se koko ni nde washobora gutegeka umuryango wawe ukomeye bene aka kageni?»

10Icyo Salomoni asabye gishimisha Uhoraho.

11Imana iramubwira iti «Kubera ko usabye ibyo, ukaba utisabiye ubugingo burambye, ntube wisabiye ubukungu, kandi ukaba utasabye ko abanzi bawe bapfa, ahubwo ukaba wisabiye gusobanukirwa kugira ngo utegekane ubutungane,

12ngiye kugukorera ibihuje n'amagambo yawe: nguhaye umutima w'ubwitonzi n'ubuhanga ku buryo uzasumba uwakubanjirije wese, n'uzagukurikira wese.

13Ndetse n'ibyo utasabye ndabiguhaye: ari ubukungu, ari ikuzo, ku buryo nta n'umwe mu bami uzamera nkawe mu gihe cyose uzaba ukiriho.

14Nugendera mu nzira zanjye, ukitondera amateka n'amategeko yanjye, nk'uko so Dawudi yabigenje, nzaguha kuramba.»

15Salomoni arakanguka, amenya ko yari ariho arota. Ataha i Yeruzalemu ajya gushengerera Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho. Atura ibitambo bitwikwa n'ibitambo by'ubuhoro, kandi akorera abagaragu be bose ibirori byo kubagaburira.

### Salomoni acana urubanza ubuhanga

16Nuko abagore babiri b'amahabara basanga umwami, bahagarara imbere ye.

17Umwe aravuga ati «Ndakwinginze shobuja; jyewe n'uyu mugore dutuye mu nzu imwe, nkaba narayibyariyemo na we ayirimo.

18Namaze iminsi itatu mbyaye, uyu mugore na we arabyara. Ni twe twembi gusa twari hamwe mu nzu, nta wundi muntu turi kumwe.

19Umwana w'uyu mugore yapfuye nijoro, kuko yari yamuryamiye.

20Abyuka mu gicuku igihe umuja wawe yari asinziriye, afata umwana wanjye wari undyamye iruhande, amuryamisha iruhande rwe, noneho uwe wapfuye amuryamisha iruhande rwanjye.

21Nakangutse mu gitondo ngo nonse umwana wanjye, nsanga yapfuye. Ariko aho mwitegerereje neza bumaze gucya, nsanga atari umwana wanjye nari nibyariye.»

22Undi mugore aravuga ati «Oya da! Umwana wanjye ni we uriho, naho uwawe ni we wapfuye»; ariko wa wundi wa mbere arasubiza ati «Oya! Umwana wawe ni we wapfuye, ahubwo uwanjye ni we muzima.» Uko ni ko bateranaga amagambo imbere y'umwami.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

23Umwami abwira abari aho ati «Uyu mugore aravuga ati 'Umwana wanjye ni ukiri muzima naho uwawe yapfuye', uriya mugore na we ati 'Oya! Umwana wawe ni we wapfuye, naho uwanjye ni we muzima.'»

24Umwami arategeka ati «Nimunzanire inkota!» Bamuzanira inkota.

25Umwami yongera kuvuga ati «Nimuce mo kabiri umwana ukiriho maze igice kimwe mugihe umugore umwe, ikindi mugihe undi.»

26Umugore, nyina w'umwana muzima, bitewe n'uko amabere ye yari yikoze kubera impuhwe agiriye umwana we, abwira umwami ati «Oya, Nyagasani, reka kwicaumwana muzima, ahubwo muhe uriya mugore!» Naho undi aravuga ati «Ye kuba uwanjye cyangwa se uwawe! Mutememo kabiri!»

27Nuko umwami afata ijambo, agira ati «Nimureke kwica umwana muzima, ahubwo mumuhe uriya mugore wa mbere kuko ari we nyina.»

28Israheli yose imenya urubanza rwaciwe n'umwami, maze iramutinya kuko yamubonagamo ubuhanga bw'Imana bwo gukiza imanza.

## Icya mbere cy'Abami 4

### Salomoni atunganya ubwami bwe

1Umwami Salomoni yari umwami wa Israheli yose.

2Abatware bamufashaga mu kazi ni aba: umuherezabitambo Azariyahu mwene Sadoki;

3Elihorefu na Ahiya mwene Shisha b'abanditsi; Yehoshafati mwene Ahiludi umunyamabanga we;

4Benayahu mwene Yehoyada wari umutware w'ingabo; abaherezabitambo Sadoki na Abiyatari;

5umukuru w'abatware Azariyahu mwene Natani; Zabudi mwene Natani wari icyegera cy'umwami;

6Ahishari wari umutware w'ingoro, na Adoramu mwene Abida wari umutware w'abakoraga imirimo y'uburetwa.

7Salomoni yari afite n'abatware cumi na babiri bakwijwe muri Israheli yose kugira ngo bajye bazanira umwami n'urugo rwe amakoro; buri wese yafataga ukwezi kumwe mu mwaka ko kuzana ayo makoro.

8Amazina yabo ni aya: Mwene Huru, wari ushinzwe akarere k'imisozi miremire ya Efurayimu;

9mwene Dekeri, wari ushinzwe akarere ka Makasi, Shahalivimu, Betishemeshi na Eloni na Betihanani;


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10mwene Hesedi, wari ushinzwe Aruboti n'akarere ka Soko n'igihugu cyose cya Heferi;

11mwene Abinadabu, wari ushinzwe imisozi miremire ya Dori; umugore we yitwaga Tafati, akaba n'umukobwa wa Salomoni;

12Bahana mwene Ahiludi, wari ushinzwe akarere ka Tanaki na Megido, n'akarere ka Betisheyani iruhande rwa Saritani mu nsi ya Yizireyeli, uhereye i Betisheyani ukageza kuri Abeli-Mehola, kandi ukageza hakurya ya Yokumowamu;

13mwene Geberi, wari ushinzwe Ramoti muri Gilihadi n'ingando za Yahiri mwene Manase, zari muri Gilihadi; wari ushinzwe kandi akarere ka Arugobu muri Bashani kari kagizwe n'imigi ikomeye mirongo itandatu, ikikijwe n'inkuta z'amabuye kandi igakingishwa amapata y'umuringa;

14Ahinadabu mwene Ido, wari ushinzwe akarere ka Mahanayimu;

15Ahimasi, wari ushinzwe akarere ka Nefutali; na we yari yararongoye umukobwa wa Salomoni witwa Basimata;

16Bahana mwene Hushayi, wari ushinzwe akarere ka Asheri n'aka Beyaloti;

17Yehoshafati mwene Paruwahi, wari ushinzwe akarere ka Isakari;

18Shimeyi mwene Ela, wari ushinzwe akarere ka Benyamini;

19Geberi mwene Uri, wari ushinzwe akarere ka Gilihadi n'igihugu cyose cya Sihoni umwami w'Abahemori, n'icya Ogi umwami wa Bashani. Uretse abo cumi na babiri hari kandi umutware mu gihugu cya Yuda.

20Abayuda n'Abayisraheli bari benshi cyane bangana n'umusenyi wo ku nkombe y'inyanja. Bari bafite ibyo barya n'ibyo banywa, mbese bari bamerewe neza.

## Icya mbere cy'Abami 5

1Salomoni yategekaga abami bose, uhereye ku ruzi rwa Efurati, ukageza ku gihugu cy'Abafilisiti no ku mupaka wa Misiri. Bamuhaga imisoro kandi banamukorera mu gihe cyose yari akiriho.

2Ifunguro rya buri munsi rya Salomoni n'abantu be ryari rigizwe n'ibigega mirongo itatu by'ifu y'ibiheri na mirongo itandatu by'ifu inoze,

3impfizi makumyabiri zo mu rwuri, n'intama ijana; hakongerwaho inimba, amasha, amasirabo, n'ibishuhe by'imishishe.

4Salomoni yategekaga ibihugu byose byo mu burengerazuba bwa Efurati kuva kuri Tifasa kugeza Gaza, agategeka abami b'aho bose. Yari afitanye umubano mwiza w'amahoro n'ibihugu bimukikije.

5Yuda na Israheli byiberaga mu mutekano mu gihe cyose Salomoni yari ku ngoma,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

buri wese ahinga imizabibu ye n'imitini ye mu mahoro, uhereye i Dani ukageza i Berisheba.

6Salomoni yari afite ibiraro ibihumbi mirongo ine bibikwamo amagare ye, akagira n'amafarasi ibihumbi cumi na bibiri.

7Buri mutware mu bavuzwe haruguru yari afite ukwezi kwo guha amakoro umwami Salomoni n'abo basangiraga ku meza; ntagire icyo abura.

8Naho ku byerekeye ingano n'ubwatsi bw'amafarasi n'izindi nyamaswa zikurura amagare, babizanaga aho umwami yabaga acumbitse, buri wese akurikije uko yategetswe.

### Salomoni arusha abantu bose ubwenge

9Imana iha Salomoni ubwenge n'ubuhanga, ndetse n'umutima usobanukiwe bitagira uko bingana, mbese nk'umusenyi wo ku nkombe y'inyanja.

10Ubwenge bwa Salomoni bwarutaga ubw'abana bose b'iburasirazuba n'ubw'Abanyamisiri bose.

11Yarushaga ubwenge uwitwa umuntu wese, akaburusha Etani w'Umunyezerahi, na Hemani, Kalikoli na Darida, bene Maholi, maze izina rye riramamara mu bihugu byose bimukikije.

12Yaciye imigani ibihumbi bitatu, ahimba n'indirimbo zigera ku gihumbi n'eshanu.

13Asobanura amoko y'ibiti, guhera kuri sederi yo ku musozi wa Libani kugera ku twatsi tumera ku nkuta; yavuze inyamaswa, inyoni, ibikurura inda hasi n'amafi.

14Abantu bakajya baza kumva ubwenge bwa Salomoni, baturutse mu mahanga yose; n'abami bose b'isi bari bumvise iby'ubuhanga bwe bakamwoherereza amaturo.

### Salomoni ategura iyubakwa ry'Ingoro y'Imana

(2 Matek 2,2–15)

15Hiramu, umwami w'i Tiri, atuma abagaragu be kuri Salomoni kuko yari yaramenye ko yimikiwe kuzungura se, kandi Hiramu akaba yarahoze ari incuti ya Dawudi.

16Salomoni asubiza Hiramu agira ati

17«Uzi ko data Dawudi atashoboye kubaka Ingoro ikwiye izina ry'Uhoraho, Imana ye, kubera intambara yahoragamo azitejwe n'abanzi bari bamukikije, kugeza ubwo Uhoraho abashyira mu nsi y'ibirenge bye.

18Ariko ubu ngubu ubwo Uhoraho, Imana yanjye, yampaye amahoro impande zose, akaba ari nta mwanzi ukindiho, nta no kwikanga amakuba yandi,

19ndashaka kubaka Ingoro igenewe izina ry'Uhoraho, Imana yanjye, nk'uko Uhoraho yabwiye data Dawudi, ati 'Umwana wawe nzashyira mu mwanya wawe ku ntebe yawe y'ubwami, ni we uzubakira izina ryanjye Ingoro.'

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

20None rero, tegeka bantemere ibiti by'amasederi muri Libani: abagaragu banjye bazafatanya n'abawe; nzaguha igihembo cy'abagaragu bawe nk'uko uzabishaka, kuko uzi ko nta muntu w'iwacu wamenya gutema ibiti nk'Abasidoni.»

21Hiramu akimara kumva ubutumwa bwa Salomoni arishima cyane, hanyuma aravuga ati «Uyu munsi, nihasingizwe Uhoraho wahaye Dawudi umwana w'umunyabwenge, kugira ngo ategeke iyi mbaga y'abantu nyamwinshi!»

22Hiramu atuma kuri Salomoni, ati «Ubutumwa bwawe bwangezeho. Ndemeye. Nzaguha ibiti by'amasederi n'iby'imizonobari nk'uko ubishaka.

23Abagaragu banjye bazabivana muri Libani babigeze ku nyanja; nibigerayo nzabihambira mbyambutse mbigeze aho uzaba wanyeretse, nyuma nzabihambure ubijyane. Icyo wowe ngusaba, ni ukohereza abantu banjye ibibatunga.»

24Nuko Hiramu yoherereza Salomoni ibiti by'amasederi n'iby'imizonobari nk'uko yabyifuzaga.

25Salomoni aha Hiramu ibigega ibihumbi makumyabiri by'ingano zo kugaburira urugo rwe, n'ingunguru makumyabiri z'amavuta. Ibyo Salomoni akajya abiha Hiramu buri mwaka.

26Uhoraho yari yarahaye Salomoni ubwenge nk'uko yari yarabimubwiye; umubano wa Hiramu na Salomoni urakomera, bombi bagirana amasezerano.

### Salomoni atunganya imirimo y'uburetwa
(2 Matek 1,18; 2,1 na 16–17)

27Umwami Salomoni atoranya muri Israheli yose abakozi b'imirimo y'uburetwa; bageraga ku bantu ibihumbi mirongo itatu.

28Nuko abohereza muri Libani, buri kwezi hakagenda ibihumbi cumi basimburanaga; bagakora ukwezi kumwe muri Libani, andi mezi abiri bakayamara iwabo. Adoramu ni we wabakoreshaga.

29Salomoni agira n'abikorezi ibihumbi mirongo irindwi n'abacukura amabuye mu misozi ibihumbi mirongo inani,

30hatabariwemo abategetsi bashyizweho n'abatware ba Salomoni ngo bayobore imirimo: abo bari ibihumbi bitatu na magana atatu bategekaga imbaga yakoraga imirimo.

31Umwami ategeka gucukura amabuye manini, bakayabaza kugira ngo bazayubakishe urufatiro rw'Ingoro.

32Nuko rero abafundi ba Salomoni n'aba Hiramu, ndetse n'Abagibili baconga amabuye bategura n'ibiti byo kubakisha Ingoro.

## Icya mbere cy'Abami 6

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Iyubakwa ry'Ingoro
(2 Matek 3,1–14)

1 Hashize imyaka magana ane na mirongo inani Abayisraheli bavuye mu gihugu cya Misiri, Salomoni ni ko gutangira kubaka Ingoro y'Uhoraho; ubwo hari mu mwaka wa kane w'ingoma ye ategeka Israheli, mu kwezi kwa Ziwi, ari ko kwa kabiri.

2 Ingoro Umwami Salomoni yubakiye Uhoraho yari ifite imikonomirongo itandatu y'uburebure, imikono makumyabiri y'ubugari n'imikono mirongo itatu y'ubuhagarike.

3 Urwinjiriro rw'imbere y'icyumba gitagatifu cy'Ingoro rwari rufite uburebure bw'imikono makumyabiri bureshya n'ubugari bw'Ingoro, kandi rukagira ubugari bw'imikono cumi ukurikije uburebure bwayo.

4 Yubaka Ingoro ifite amadirishya y'ibizingiti by'ibyuma bisobekeranyije.

5 Yomeka andi mazu matoya ku rukuta rw'icyumba gitagatifu, no ku rukuta rw'icyumba gitagatifu rwose, abigenza atyo ku mpande zombi z'Ingoro.

6 Ibyumba byo hasi byari bifite ubugari bw'imikono itanu, ibyo hagati byari bifite imikono itandatu y'ubugari, naho ibya gatatu bifite imikono irindwi y'ubugari; kuko inyuma ku Ngoro, aho inkuta zayo zatangiriraga ari ho hagari kurusha hejuru.

7 Iyo Ngoro yubakishijwe amabuye yatunganyirijwe mu kirombe, ku buryo nta nyundo, nta gihosho cyangwa se ikindi gikoresho cy'icyuma cyumvikanaga bayubaka.

8 Aho binjiriraga bagana mu byumba byo hasi, hari haherereye mu ruhande rw'iburyo rw'Ingoro. Bashoboraga kujya mu byumba byo hagati bakoresheje urwego rwihotoye, bava muri ibyo byumba bakajya mu bya gatatu.

9 Salomoni amaze kubaka no kuzuza iyo Ngoro, yubatse igisenge cy'ibiti n'imbaho by'amasederi.

10 Muri ya mazu mato yari yometse ku Ngoro, buri cyumba cyari gifite imikono itanu y'ubuhagarike. Ibihimba by'ibiti by'amasederi ni byo byari biyafatanyije n'Ingoro.

11 Uhoraho abwira Salomoni iri jambo ati

12 «Dore unyubakiye iyi Ngoro! Ubu rero nukurikiza amateka yanjye, ukubahiriza amabwiriza yanjye kandi ukitondera amategeko yanjye yose, akaba ari yo akuyobora, nzagusohoreza ijambo ryanjye, ari ryo navuganye na so Dawudi,

13 kandi mbe hagati mu Bayisraheli, sinzatererana umuryango wanjye, Israheli.»

14 Salomoni yubaka Ingoro arayuzuza.

15 Hanyuma yomeka imbere muri iyo Ngoro imbaho z'amasederi guhera hasi ku butaka kugera ku biti by'igisenge; imbere hose aharandisha imbaho, no hasi ahasasa

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

imbaho z'imizonobari.

16Arongera yubaka urukuta mu mbere rw'imikono makumyabiri, arwubakisha imbaho z'amasederi kuva hasi kugera ku gisenge; imbere yubakamo icyumba gitagatifu rwose ari ho ahantu heguriwe Imana.

17Inzu yitwa icyumba gitagatifu kibanziriza icyumba gitagatifu rwose, yari ifite imikono mirongo ine.

18Imbaho z'amasederi zari mu Ngoro zariho ibishushanyo by'imihe yaboshywe n'indabyo zitangiye kwera. Hose hari imbaho z'amasederi, nta buye ryagaragaraga.

19Imbere mu cyumba gikuru cy'Ingoro, ahatunganya icyumba gitagatifu rwose kugira ngo ahatereke Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho.

20Icyumba gitagatifu rwose cyari gifite uburebure bw'imikono makumyabiri, ubugari bw'imikono makumyabiri, n'ubuhagarike bw'imikono makumyabiri kandi cyari gisizweho zahabu inogereye; imbere yacyo hari urutambiro rurandishije ibiti by'amasederi.

21Salomoni asiga zahabu inogereye imbere mu Ngoro, kandi atambika iminyururu ya zahabu imbere y'icyumba gitagatifu rwose cyari gisizwe zahabu.

22Yasize zahabu Ingoro yose uko ingana, ndetse n'urutambiro rwose rwo mu cyumba gitagatifu rwose na rwo ararusiga.

23Ashyira mu cyumba gitagatifu rwose abakerubimu babiri babajwe mu biti by'imizeti, buri wese akaba yari afite uburebure bw'imikono icumi.

24Ibaba rimwe ry'umukerubimu wa mbere ryari rifite imikono itanu y'ubugari, n'irindi itanu; ni ukuvuga imikono cumi kuva ku iherezo ry'ibaba rimwe kugeza ku iherezo ry'irindi.

25Umukerubimu wa kabiri na we yari afite imikono cumi y'ubugari; abo bakerubimu bombi bari bafite ibipimo bimwe n'ishusho imwe.

26Uburebure bw'umukerubimu wa mbere bwari imikono cumi, kimwe n'ubw'uwa kabiri.

27Salomoni ashyira abakerubimu hagati mu cyumba gitagatifu rwose. Abo bakerubimu bari bafite amababa arambuye: ibaba rimwe ry'umukerubimu wa mbere rikora ku rukuta, n'iry'undi rikora ku rundi rukuta, kandi andi mababa yabo yombi yahuriraga hagati mu Ngoro, rimwe rikora ku rindi.

28Nuko asiga zahabu abo bakerubimu.

29Imbere n'inyuma h'iyo Ngoro, ku nkuta, ashushanyaho ibishushanyo by'abakerubimu, iby'imikindo, n'iby'indabyo zitangiye kwera.

30Asiga kandi zahabu Ingoro yose hasi, imbere n'inyuma.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

31 Ku muryango w'icyumba gitagatifu rwose, ahakingisha inzugi zibajwe mu biti by'imizeti; inkomanizo n'inkingi z'izo nzugi zari zihwanye n'igice kimwe cya gatanu cy'urukuta.

32 Izo nzugi ebyiri zibajwe mu biti by'imizeti azishushanyaho abakerubimu, imikindo, n'indabyo zitangiye kwera kandi azisiga zahabu; zahabu ayisiga ku bishushanyo by'abakerubimu n'imikindo.

33 Akora nk'ibyo no ku muryango w'icyumba gitagatifu: yahakingishije inkingi zo mu biti by'imizeti zingana n'igice kimwe cya kane cy'urukuta,

34 n'urugi rugizwe n'ibipande bibiri bibajwe mu biti by'imizonobari; igipande kimwe kigizwe n'ibice bibiri, n'ikindi ari uko.

35 Ashushanya kuri izo nzugi abakerubimu, imikindo, indabyo zitangiye kwera, kandi azisiga zahabu.

36 Hanyuma igikari cy'imbere acyubakisha amabuye abajwe, akurikiranya imirongo itatu y'ayo mabuye, anashyiraho umurongo umwe w'imbaho z'ibiti by'amasederi.

37 Urufatiro rw'Ingoro y'Uhoraho rwatangiye kubakwa mu kwezi kwa Ziwi, mu mwaka wa kane.

38 Hanyuma Ingoro yose uko ingana, n'imyanya yayo yose uko yayigenewe, yuzura mu kwezi kwa Buli, ari ko kwezi kwa munani, mu mwaka wa cumi n'umwe. Ubwo Salomoni yayubatse mu myaka irindwi.

## Icya mbere cy'Abami 7

### Iyubakwa ry'ingoro y'umwami

1 Umwami Salomoni yiyubakira n'iye ngoro; yayubatse mu myaka cumi n'itatu arayuzuza.

2 Yubaka inzu bise «Iy'ishyamba rya Libani », ifite uburebure bw'imikono ijana, ubugari bw'imikono mirongo itanu, n'ubuhagarike bw'imikono mirongo itatu. Yari ishyigikiwe n'impushya enye z'inkingi zikozwe mu masederi, zitambitseho n'ibiti by'amasederi.

3 Hejuru aharandisha ibiti by'amasederi byari bifashwe n'imitambiko ishyigikiwe n'inkingi: hari imitambiko mirongo ine n'itanu, ari ko kuvuga cumi n'itanu buri murongo.

4 Hari imirongo itatu y'amadirishya, kuri iyo mirongo uko ari itatu buri dirishya ryari riteganye n'irindi.

5 Ahagombaga kujya ayo madirishya hose hubatswe impande enye ziringaniye, kandi buri dirishya riteganye n'irindi uko imirongo yayo yari itatu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6Yubakisha n'icyumba cyitwa «Icy'inkingi»; cyari gifite uburebure bw'imikono mirongo itanu, n'ubugari bw'imikono mirongo itatu. Imbere yacyo ahubaka urwinjiriro, umusakaro warwo ugafatwa n'inkingi.

7Yubaka «Icyumba cy'intebe y'ubwami» aho umwami yaciraga imanza, ari cyo cyumba cy'imanza; acyomekaho imbaho z'amasederi kuva hasi kugera ku gisenge.

8Inzu umwami yabagamo yari yubatswe mu kindi gikari kitari icy'inzu y'intebe y'ubwami, kandi na yo yari yubatswe ityo. N'umukobwa wa Farawo yari yararongoye, Salomoni amwubakira inzu imeze nk'icyo cyumba cy'inkingi kimaze kuvugwa.

9Ayo mazu yose yari yubakishijwe amabuye abajwe nk'uko bayapimye, kandi akereshejwe inkero imbere n'inyuma, kuva ku rufatiro rw'inzu kugera ku yo hejuru. Ayo mabuye kandi ni yo bubakishije inkuta zikikije ikibuga kinini.

10Urufatiro rw'amazu rwari rugizwe n'amabuye abajwe, amabuye manini, amwe y'imikono cumi, andi y'imikono munani.

11Hejuru y'urwo rufatiro, bakurikizaho amabuye abajwe akurikije ibipimo, bakurikizaho kandi n'ibiti by'amasederi.

12Urugo runini rwari ruzengurutswe n'imirongo itatu y'amabuye abajwe, n'umurongo umwe w'imbaho z'amasederi, mbese nk'uko igikari cy'Ingoro y'Uhoraho n'urwinjiriro rwayo byari byubakiye.

### Ibikoresho byo mu Ngoro y'Imana bikozwe mu byuma

(2 Matek 3,15—5.1)

13Umwami Salomoni atumiza uwitwa Hiramu w'i Tiri ngo amuhe akazi.

14Yakomokaga ku mupfakazi wo mu muryango wa Nefutali, ariko se akaba Umunyatiri. Hiramu uwo yari umucuzi w'imiringa, umuhanga ujijutse, mbese umunyabukorikori mu mirimo y'imiringa. Yitaba umwami Salomoni, amukorera imirimo ye yose yari akeneye.

15Hiramu acura inkingi ebyiri z'imiringa, buri nkingi ikagira ubuhagarike bw'imikono cumi n'umunani, naho umuzenguruko wayo bawupimishaga urudodo rw'imikono cumi n'ibiri.

16Ashongesha umuringa awucuramo imitwe ibiri yo gushyira hejuru y'izo nkingi. Ubuhagarike bw'umutwe wa mbere bwari imikono itanu, n'ubuhagarike bw'umutwe wa kabiri bukaba imikono itanu.

17Ya mitwe yo hejuru y'inkingi ayicurira utugozi tw'imiringa dusobekeranye nk'inshundura, agira ngo adutakishe umutwe w'inkingi ya mbere n'uw'iya kabiri.

18Kuri za nshundura zari zitwikiriye imitwe yo hejuru y'inkingi ashyiraho imirongo ibiri y'imbuto zitukura. Abigenza atyo no ku wundi mutwe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

19 Naho imitwe y’inkingi z’urwinjiriro, yari ifite imikono ine kandi imeze nk’indabyo z’amalisi.

20 Kuri iyo mitwe ibiri hirya y’inshundura bamanikaho imirongo ibiri y’imbuto zitukura, zikurikira urugara rw’imitwe zikagera kuri magana abiri, no ku mutwe wa kabiri ni ko byari bimeze.

21 Ashinga izo nkingi imbere y’urwinjiriro rw’Ingoro; iy’iburyo ayita «Yakini», iy’ibumoso ayita «Bowazi ».

22 Umutwe w’inkingi wari umeze nk’ururabyo rwa lisi. Ubwo akazi ko gucura inkingi kaba kararangiye, gakozwe neza.

23 Hiramu abumba ikizenga cy’amazi mu miringa iyagijwe. Ubugari bwacyo kuva ku rugara rumwe kugeza ku rundi bwari ubw’imikono cumi, kandi cyari imburungushure. Cyari gifite ubuhagarike bw’imikono itanu, kandi umuzenguruko wacyo wapimwa n’umugozi w’imikono mirongo itatu.

24 Mu nsi y’urugara rw’icyo kizenga hari hakikijwe n’indabo zitangiye kwera; izo ndabyo zari zizengurutse ikizenga cyose. Iyo mitako yari yakorewe rimwe n’ikizenga cy’amazi, ubwo bashongeshaga imiringa, kandi ikizenga cyari kizengurutswe n’imirongo ibiri y’iyo mitako.

25 Icyo kizenga cyari giteretse ku mashusho y’ibimasa cumi na bibiri: bitatu byarebaga mu majyaruguru, bitatu mu burengerazuba, bitatu mu majyepfo, na bitatu mu burasirazuba. Ibyo bimasa byari bishushanyije biteranye imigongo, ikizenga kibiteretswe hejuru.

26 Umubyimba w’icyo kizenga wanganaga n’intambwe imwe y’intoki, kandi urugara rwacyo rwari rwabumbwe nk’urugara rw’ururabyo rwa lisi. Icyo kizenga cyashoboraga gusukwamo intango ibihumbi bibiri.

27 Hanyuma Hiramu abumba ibitereko cumi mu miringa, kimwe gifite uburebure bw’imikono ine, ubugari bw’imikono ine, n’ubuhagarike bw’imikono itatu.

28 Dore uko ibyo bitereko byari bimeze: byari bifite ibisate bisobetse;

29 kuri ibyo bisate byo hagati y’inkingi hari ibishushanyo by’intare, by’impfizi y’inka, n’iby’abakerubimu; hejuru y’izo nkingi hakaba imikondo kandi mu nsi y’ibishushanyo by’intare n’impfizi hari ibisa n’imitako itendera.

30 Buri gitereko cyari gifite inziga enye z’imiringa kandi hari imitambiko ku birenge byacyo uko ari bine. Iyo mitambiko yari mu nsi y’igitereko kandi iriho ibisa n’imitako itendera.

31 Urugara rwa buri gitereko rwari rumeze nk’uruziga, rufite umukono umwe n’igice, hakebyeho imitako kandi ibisate by’uwo mutwe byari impande enye, bitiburungushuye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

32Inziga uko ari enye zari mu nsi y'ibisate by'ibitereko kandi ibyuma izo nziga zibirinduriraho byari byicaye mu gitereko. Umurambararo wabyo wari uw'umukono umwe n'igice.

33Izo nziga zari zimeze nk'iz'amagare y'intambara: ibyuma byazo zibirinduriraho, intango zazo n'inkingi zazo, n'imigongo yazo, byose byari byaracuzwe mu miringa yayagijwe.

34Imitambiko ine yafataga buri guni y'igitereko yari yaracuranywe n'icyo gitereko.

35Hejuru ya buri gitereko hari ikindi kiburungushuye, gifite ubuhagarike bw'icya kabiri cy'umukono kandi inkingi n'ibisate byacyo byari bifatanye na cyo.

36Kuri ibyo bisate bisobetse mu nkingi no mu migongo yabyo hari ibishushanyo by'abakerubimu, by'intare n'imikindo, bikikijwe n'imitako itendera.

37Uko ni ko yabumbye ibitereko cumi: byose byari bibumbye kimwe, bingana kandi bifite ishusho imwe.

38Acura imivure cumi mu miringa. Umwe washoboraga gusukwamo intango mirongo ine, kandi wari ufite uburebure bw'imikono ine. Kuri buri gitereko uko byari icumi hari umuvure.

39Mu ruhande rw'iburyo rw'Ingoro ashyiraho ibitereko bitanu, ibumoso na ho ahashyira bitanu; naho ikizenga cy'amazi agishyira mu ruhande rw'iburyo, ahagana mu majyepfo y'iburasirazuba.

40Abumba amabesani, acura ibitiyo n'inzuho bigenewe gutera icyuhagiro. Hiramu aba arangije imirimo yakoreraga Salomoni yo mu Ngoro y'Uhoraho.

41Iyo mirimo ni iyi: inkingi ebyiri n'imitwe yazo ibiri yiburungushuye yari hejuru y'izo nkingi; ibisa n'inshundura ebyiri zo gutwikira ahiburungushuye ho ku mitwe yari hejuru y'inkingi;

42imbuto zitukura magana ane zo gushyira ku bisa n'inshundura ebyiri zitwikira imitwe ibiri yiburungushuye yari ku nkingi;

43ibitereko cumi n'imivure yari hejuru yabyo;

44ikizenga cy'amazi kimwe gusa cyari gifite mu nsi yacyo amashusho y'ibimasa cumi na bibiri;

45hari kandi amabesani n'ibitiyo, inzuho n'ibindi bigendana na byo bigenewe gutera icyuhagiro. Ibyo byose Hiramu yabikoreye Umwami Salomoni ku Ngoro y'Uhoraho, abikora mu miringa isennye.

46Ibyo byose umwami yabikoreshereje mu karere ka Yorudani, hagati ya Sukoti na Saritani.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

47 Salomoni abishyira aho yabigeneye, kandi byari biremereye cyane ku buryo batashoboraga kumenya uko imiringa yabigiyeho ingana.

48 Salomoni akoresha na none ibintu byose bigenewe Ingoro y'Uhoraho, ari byo: urutambiro rw'izahabu, ameza y'izahabu yari agenewe gushyirwaho imigati y'ituro;

49 ibinyarumuri bikozwe muri zahabu ibajwe, bikaba byari imbere y'icyumba gitagatifu rwose, bitanu iburyo na bitanu ibumoso; uburabyo, amatara n'ibisa n'udufatisho byose bikozwe muri zahabu;

50 ibikombe, ibifashi, inzuho, indosho n'ibyotezo, byose bikozwe muri zahabu inogereye; amapata y'inzugi z'imbere zireba icyumba gitagatifu rwose, n'ay'inzugi zireba ku cyumba gitagatifu, zose zikozwe muri zahabu.

51 Umwami Salomoni arangije imirimo yose yo mu Ngoro y'Uhoraho, afata ibintu byose se Dawudi yari yareguriye Imana, ari byo: imari, zahabu n'ibindi bikoresho byo mu nzu, abishyira mu mutungo w'Ingoro y'Uhoraho.

## Icya mbere cy'Abami 8

### Ubushyinguro bw'Isezerano bujyanwa mu Ngoro

(2 Matek 5,2—6.2)

1 Nuko Salomoni akoranyiriza iruhande rwe i Yeruzalemu abakuru ba Israheli, abatware b'imiryango n'ibikomangoma byo mu mazu y'Abayisraheli, kugira ngo bazamure Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho, babuvanye mu Murwa wa Dawudi, ari wo Siyoni.

2 Abantu bose ba Israheli bateranira aho umwami Salomoni ari mu munsi mukuru, ubwo hari mu kwezi kwa Etanimu, ari ko kwa karindwi.

3 Abakuru ba Israheli bamaze kuhagera, abaherezabitambo baheka Ubushyinguro.

4 Bazamura Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho, Ihema ry'ibonaniro n'ibindi bintu byose byeguriwe Imana byo mu ihema — abaherezabitambo n'abalevi ni bo babizamuraga.

— 5 Umwami Salomoni n'ikoraniro ryose rya Israheli rimukikije imbere y'Ubushyinguro, batura ibitambo by'amatungo magufi n'amaremare adashobora kubarwa no kurondorwa kubera ubwinshi bwayo.

6 Abaherezabitambo bajyana Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho mu mwanya bwagenewe, mu cyumba gitagatifu rwose cy'Ingoro, ari ho hantu heguriwe Imana, mu nsi y'amababa y'abakerubimu.

7 Koko rero, abakerubimu bari barambuye amababa yabo hejuru y'Ubushyinguro, agatwikira Ubushyinguro n'imijishi yabwo.

8 Bitewe n'uburebure bw'iyo mijishi, imitwe yayo yagaragariraga mu cyumba


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

gitagatifu kibanziriza icyumba gitagatifu rwose, ariko uri inyuma ntayibone, kandi na n'ubu ni ko bikimeze.

9Nta kintu kiri muri ubwo Bushyinguro, uretse ibisate bibiri by'amabuye Musa yashyizemo ari i Horebu, igihe Uhoraho yagiranaga Isezerano n'Abayisraheli bava mu Misiri.

10Abaherezabitambo bamaze gusohoka bavuye mu cyumba gitagatifu, igihu cyuzura Ingoro y'Uhoraho,

11ubwo abaherezabitambo ntibashobora guhagarara mu Ngoro y'Uhoraho yari yuzuyemo ikuzo ry'Uhoraho.

12Nuko Salomoni aravuga, ati «Uhoraho, wiyemeje gutura mu gihu kibuditse!

13Dore nakubakiye inzu ihebuje, aho uzatura iteka ryose.»

### Ijambo ryo kwegurira Ingoro Nyagasani

(2 Matek 6,3–11)

14Umwami ahindukirira ikoraniro ryose rya Israheli ryari rihagaze, arisabira umugisha, avuga ati

15«Nihasingizwe Uhoraho, Imana ya Israheli, we wabwirishije umunwa we data Dawudi kandi agasoza n'ikiganza cye ibyo yavuze, agira ati

16'Kuva umunsi navaniye umuryango wanjye Israheli mu Misiri, nta mugi n'umwe nahisemo mu miryango yose ya Israheli, kugira ngo nubakemo Ingoro ikwiriye izina ryanjye; ariko nahisemo Dawudi kugira ngo abe umutware w'umuryango wanjye Israheli.'

17Data Dawudi yahoze azirikana kubaka Ingoro ikwiye izina ry'Uhoraho, Imana ya Israheli.

18Ariko Uhoraho yabwiye data Dawudi, ati 'Wahoze uzirikana kubakira izina ryanjye Ingoro, wagize neza.

19Nyamara si wowe uzubaka iyo Ngoro, ahubwo izubakwa n'umuhungu wawe uzaba wibyariye. Ni we uzubakira Ingoro izina ryanjye'.

20Uhoraho yasohoje ijambo yivugiye: nazunguye data Dawudi, nicara ku ntebe y'ubwami bwa Israheli nk'uko Uhoraho yari yarabivuze, nubaka Ingoro ikwiye izina ry'Uhoraho, Imana ya Israheli,

21kandi aho ni ho nateretse Ubushyinguro burimo Isezerano ry'Uhoraho, Isezerano yagiriye abasokuruza igihe yabakuraga mu gihugu cya Misiri.»

### Isengesho rya Salomoni

(2 Matek 6,12–40)

22Umwami Salomoni ahagarara imbere y'urutambiro rw'Uhoraho, mu ruhame

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

rw'ikoraniro ryose ry'Abayisraheli; arambura amaboko ayerekeje mu ijuru,

23aravuga ati «Uhoraho, Mana ya Israheli, nta Mana iriho ari mu ijuru, ari no ku isi ihwanye nawe, yakomereza nkawe Isezerano n'impuhwe abagaragu bawe bagenda imbere yawe n'umutima wabo wose.

24Wubahirije amasezerano yawe wari waragiriye umugaragu wawe data Dawudi: ibyo wavugishije umunwa wawe wabirangirishije ikiganza cyawe, nk'uko biboneka uyu munsi.

25None ubu ngubu Uhoraho, Mana ya Israheli, komereza umugaragu wawe data Dawudi ijambo wamubwiye, ugira uti 'Ntihazabura na rimwe umwe mu bana bawe uzicara ku ntebe y'ubwami bwa Israheli, niba abana bawe babaye indahemuka mu mico, bakagenda imbere yanjye nk'uko wowe wabigenje.'

26None ubu ngubu, Mana ya Israheli, ijambo wabwiye umugaragu wawe data Dawudi nirihame!

27Ariko se koko Imana ishobora gutura ku isi ? Ijuru ndetse n'ishema ryaryo ntushobora kurikwirwamo, nkanswe iyi Ngoro nubatse!

28Uhoraho, Mana ya Israheli, wite ku mugaragu wawe ugusenga agutakambira! Wumve induru n'isengesho umugaragu wawe akugezaho uyu munsi.

29Amaso yawe uyahange kuri iyi Ngoro umunsi n'ijoro, aha hantu wavuze, uti 'Izina ryanjye rizaba aha ngaha'. Umva isengesho umugaragu wawe avugira aha hantu!

30Jya wumva ugutakamba k'umugaragu wawe n'umuryango wawe Israheli bagirira aha hantu! Wowe ujye wumvira mu ijuru aho utuye, wumve kandi ugire impuhwe.

31Nihagira umuntu uzaba yacumuriye undi, bakamutegeka kwivugiraho indahiro mbi, kandi akayirahirira imbere y'urutambiro rwawe muri iyi Ngoro,

32wowe uzumvire mu ijuru maze utegeke, ucire abagaragu bawe urubanza: umugiranabi umwemeze ubucumuzi, uzamugarureho imigenzereze ye mibi; naho umuziranenge uzamugire umwere, umwiture ibihuje n'ubutungane bwe.

33Igihe umuryango wawe Israheli uzaba waneshejwe n'abanzi kubera kugucumuraho, nukugarukira ugasingiza izina ryawe, ugasenga kandi ukagutakambira muri iyi Ngoro,

34wowe uzumvire mu ijuru, maze ubabarire umuryango wawe Israheli icyaha cyawo, hanyuma uwugarure mu gihugu wahaye abasokuruza bawo.

35Igihe ijuru rizaba rikinze kandi imvura yarabuze kubera ko umuryango wawe uzaba wagucumuyeho, nuza gusengera aha ngaha, ugasingiza izina ryawe, ukicuza icyaha cyawo kuko uzaba wawucishije bugufi,

36wowe uzumvire mu ijuru, ubabarire abagaragu bawe n'umuryango wawe Israheli

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

icyaha cyabo, uzabereke inzira iboneye bagomba gukurikiza, maze ugushe imvura mu gihugu cyawe, igihugu wahaye umuryango wawe ho umurage.

37 Nihatera inzara mu gihugu, hagatera icyorezo imyaka ikarumba, hagatera inzige, injereri, umwanzi agatera imigi yose y'igihugu, hakaduka icyorezo n'indwara iyo ari yo yose,

38 maze umuntu wese wo mu muryango wa Israheli agasenga abitewe na kimwe muri ibyo, agatakamba, akiyumvisha ikibi kiri mu mutima we, maze akarambura amaboko ye ayerekeje iyi Ngoro,

39 wowe uzumvire mu ijuru aho utuye, ugire impuhwe, maze uhe buri muntu ibihuje n'imigenzereze ye, kuko uba uzi umutima we. Koko kandi ni wowe umenya imitima ya bose,

40 bikazatuma bagutinya iminsi yose bazamara mu gihugu wahaye abasokuruza bacu.

41 Ndetse n'umunyamahanga, utari uwo mu muryango wawe Israheli, naturuka mu gihugu cya kure ku mpamvu y'izina ryawe, —

42 kuko bazumva izina ryawe ry'ikirangirire, ikiganza cyawe gikomeye n'ukuboko kwawe kurambuye — akaza agasengera muri iyi Ngoro,

43 uzumvire mu ijuru aho utuye, maze wubahirize ibyo umunyamahanga azaba yagusabye byose, kugira ngo amahanga yose y'isi azamenye izina ryawe, maze agutinye nk'uko umuryango wawe Israheli ubigenza, kandi bazamenye ko izina ryawe ryambarizwa muri iyi Ngoro nubatse.

44 Igihe umuryango wawe uzatera abanzi babo ukajya kubarwaniriza mu cyerekezo icyo ari cyo cyose uzaba wawugabyemo, nusenga Uhoraho werekeje ku murwa watoranyije n'Ingoro nubakiye izina ryawe,

45 wowe aho uri mu ijuru uzumve isengesho ryabo n'ugutakamba kwabo, maze ubarengere batsindire ibyo bazaba baharaniye.

46 Abayisraheli nibagucumurira, kuko nta muntu udacumura, ukabarakarira, ukabateza ababisha, maze bagatsindwa bakajyanwa bunyago mu gihugu cya kure cyangwa cya hafi,

47 nibagutekereza bari muri icyo gihugu bazaba bafungiwemo, bakihana kandi bakagutakambira bari mu gihugu cy'ababatsinze, bavuga bati 'Twaracumuye, turi abanyamafuti, turi ibicibwa',

48 bakakugarukira n'umutima wabo wose, n'amagara yabo yose, aho bari muri icyo gihugu bazaba bajyanywemo bunyago, bakagusenga bareba aho igihugu cyabo giherereye, ari cyo gihugu wahaye abasokuruza babo, berekeje kandi umurwa watoranyije n'Ingoro nubakiye izina ryawe,

49 wowe aho utuye mu ijuru, uzumve amasengesho yabo n'ugutakamba kwabo, maze

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

batsindire ibyo bazaba baharaniye.

50Uzababarire abantu bawe bazaba bagukoreye ibyaha, uzababarire n'ibicumuro
byose bazaba bagucumuyeho, maze ubahe kugirirwa imbabazi n'abazaba
babajyanye bunyago,

51kuko ari umuryango wawe n'umurage wawe wikuriye mu Misiri, muri iryo tanura
rishongesha ubutare.

52Uzitegereze ugutakamba k'umugaragu wawe n'umuryango wawe Israheli, ujye
ubumva igihe cyose bazaba bagutakiye.

53Kuko ari wowe, Nyagasani Mana, wabatoranyije mu mahanga yose y'isi,
ukabashyira ukwabo ubafasheho umwihariko, nk'uko wabivugishije umugaragu
wawe Musa, igihe wakuraga abasokuruza bacu mu Misiri, wowe Uhoraho, Mana
yacu!»

### Salomoni asaba Imana guha umugisha umuryango we

54Salomoni amaze gusenga atyo no gutakambira Uhoraho, arahaguruka ava aho yari
apfukamye imbere y'urutambiro rw'Uhoraho, arambura amaboko ayerekeje mu
ijuru,

55maze arahagarara aha umugisha ikoraniro ry'Abayisraheli, avuga mu ijwi
riranguruye ati

56«Nihasingizwe Uhoraho wahaye umuryango we Israheli aho uruhukira nk'uko yari
yabivuze: nta jambo na rimwe mu magambo meza yavugishije umugaragu we Musa
ritasohoye.

57Uhoraho, Imana yacu, nabane natwe nk'uko yabanaga n'abasokuruza bacu;
ntazadusige ngo adutererane!

58Niyiyegereze imitima yacu kugira ngo tugendere mu nzira ze zose, kandi
twubahirize amateka n'amategeko ye, n'imico yategetse abasokuruza bacu.

59Aya masengesho ngejeje ku Uhoraho, Imana yacu, amuhore imbere ijoro
n'amanywa kugira ngo ajye arenganura umugaragu we n'umuryango we Israheli,
akurikije ibyo dukeneye buri munsi;

60ku buryo amahanga yose y'isi azamenya ko Uhoraho ari we Mana, nta Mana yindi
ibaho.

61Imitima yanyu nitunganire Uhoraho, Imana yacu, kugira ngo mugendere mu
mategeko ye kandi mwumvire amateka ye, nk'uko mubikoze uyu munsi.»

### Ibitambo byatuwe Uhoraho

(2 Matek 7,4–10)

62Umwami n'Abayisraheli bose bafatanya gutura Uhoraho ibitambo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

63 Salomoni atura ibitambo by'ubuhoro, abitura Uhoraho, atura ibitambo by'amatungo maremare ibihumbi makumyabiri na bibiri, n'iby'amatungo magufi ibihumbi ijana na makumyabiri. Uko ni ko umwami n'Abayisraheli bose batashye Ingoro y'Uhoraho.

64 Uwo munsi ni bwo umwami yeguriye Imana igice cyo hagati y'urugo ruri imbere y'Ingoro y'Uhoraho, akaba ari na ho yaturiye ibitambo bitwikwa n'urugimbu rw'ibitambo by'ubuhoro. Ntiyabituriye ku rutambiro rw'imiringa rwari imbere y'urwinjiriro rw'Ingoro kuko rwari ruto cyane, rudashobora kujyaho ibitambo bitwikwa, amaturo n'ingimbu z'ibitambo by'ubuhoro.

65 Muri uko kwezi kwa karindwi ni bwo Salomoni yakoze umunsi mukuru ari hamwe n'Abayisraheli bose: ryari ikoraniro rigizwe n'abaturutse mu gihugu cyose, kuva i Lebohamati kugeza ku mugezi wa Misiri ; bamara imbere y'Uhoraho iminsi irindwi.

66 Ku munsi wa munani Salomoni asezerera imbaga. Basezera ku mwami hanyuma basubira mu mahema yabo bishimye, imitima yabo inejejwe n'ibyiza Uhoraho yari yagiriye umugaragu we Dawudi n'umuryango we Israheli.

## Icya mbere cy'Abami 9

### Uhoraho yongera kubonekera Salomoni

(2 Matek 7,11–22)

1 Igihe Salomoni yari yujuje Ingoro y'Uhoraho n'iy'umwami, kandi amaze no gukora ibimunogeye byose,

2 Uhoraho yongeye kumubonekera nk'uko yari yamubonekeye ari i Gibewoni.

3 Uhoraho aramubwira, ati «Numvise amasengesho yawe n'ugutakamba kwawe wangejejeho: iyi Ngoro wujuje nayeguriye izina ryanjye ubuziraherezo; nzahora nyireba kandi nyihozeho umutima wanjye iminsi yose.

4 Naho wowe, nugenda imbere yanjye nka so Dawudi, ukagira umutima uzira amakemwa kandi utunganye, ugakora ibyo nagutegetse byose, ukitondera amategeko yanjye n'imigenzo yanjye,

5 ni bwo nanjye nzakomeza ingoma yawe muri Israheli iteka ryose nk'uko nabisezeraniye so Dawudi, ngira nti 'Ntihazigera habura umuntu mu bawe uzategeka Israheli'.

6 Ariko wowe n'abana bawe nimunyitarura, ntimwitondere amateka yanjye n'amategeko nabahaye, nimuyoboka izindi mana kandi mukaziramya,

7 nanjye nzavana Israheli mu gihugu nayihaye; iyi nzu neguriye izina ryanjye nzayijugunya kure imve mu maso, kandi Abayisraheli bazabe iciro ry'imigani n'agashinyaguro mu mahanga yose.

8 Iyi Nzu na yo izasenyuka, maze uzanyura aho yari iri azatangare, yibaza ati 'Ni iki

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

cyatumye Uhoraho akorera ibi ngibi iki gihugu n'iyi Ngoro?'

9Bazamusubiza bati 'Ni uko baretse Uhoraho, Imana yabo, yari yarakuye ba sekuruza babo mu gihugu cya Misiri, bakiha izindi mana, bakaziramya kandi bakazikorera: icyo ni cyo cyatumye Uhoraho abateza ibi byago byose.'»

## Imirimo inyuranye ya Salomoni

(2 Matek 8,1–18)

10Imyaka makumyabiri ishize, ari na yo Salomoni yubatsemo amazu abiri, iy'Uhoraho n'iy'umwami,

11Hiramu, umwami wa Tiri yari yarahaye Salomoni ibiti by'amasederi n'imizonobari, ndetse na zahabu uko yayishakaga. Nuko Salomoni aha Hiramu imigi makumyabiri yo mu ntara ya Galileya.

12Hiramu ava i Tiri ajya kureba imigi yari yahawe na Salomoni, ariko ntiyamushimisha.

13Nuko aravuga ati «Mbese, muvandimwe, iriya ni migi ki wampaye?» Ubwo bayita igihugu cya Kabuli, na n'ubu aho hantu ni ko hacyitwa.

14Hiramu yohererereza umwami amatalenta ijana na makumyabiri ya zahabu.

15Dore uko Salomoni yabigenjeje atoranya abantu bo gukora imirimo y'agahato kugira ngo bubake Ingoro y'Uhoraho, inzu ye bwite, Milo, urukuta rw'amabuye rwa Yeruzalemu, Hasori, Megido na Gezeri.

16Farawo, umwami wa Misiri yari yaragabye ibitero, afata umusozi wa Gezeri arawutwika amaze kwica Abakanahani bari bawutuyemo, maze awugabira umukobwa we, muka Salomoni.

17Nuko Salomoni yongera kubaka Gezeri, yubaka na Betihoroni y'epfo,

18Balati, na Tamari yo mu butayu bwa Yuda,

19yubaka n'indi migi yashyinguragamo ibintu bye, ari na yo amagare ye y'intambara yatahagamo n'abagenderaga ku mafarasi bakayitahamo. Ubwo Salomoni yubaka ibyo ashatse byose muri Yeruzalemu, no muri Libani, mbese mu gihugu cyose yategekaga.

20Hari hasigaye abaturage benshi b'Abahemori, ab'Abaheti, ab'Abaperizi, ab'Abahivi, ab'Abayebuzi, batari Abayisraheli;

21nuko Salomoni atoranya abana babo bari bacitse ku icumu batarimbuwe n'Abayisraheli, abagenera gukora imirimo y'uburetwa kugeza n'ubu.

22Salomoni ntiyagira n'umwe mu Bayisraheli ashyira mu buhake, ahubwo abagira abasirikare be, abagaragu be, abatware b'ingabo, ibyegera bye, abatware b'amagare ye n'abagendera ku mafarasi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

23 Umubare w’abatware bakuru bari bashinzwe imirimo ya Salomoni ni magana atanu na mirongo itanu, bakoreshaga abakozi.

24 Salomoni yubatse Milo igihe umukobwa wa Farawo avuye mu Murwa wa Dawudi, agataha mu nzu Salomoni yamwubakiye.

25 Salomoni yaturaga gatatu mu mwaka ibitambo bitwikwa, n’ibitambo by’ubuhoro, akabiturira ku rutambiro yubakiye Uhoraho, kandi agatwikira imibavu ku rutambiro rwari imbere y’Inzu y’Uhoraho. Bityo, yabaga ahaye Ingoro y’Uhoraho agaciro yubakiwe.

26 Umwami Salomoni yubaka n’amato kuri Esiyoni-Geberi, hafi ya Eyilati ku nkombe y’Inyanja y’Urufunzo, mu gihugu cya Edomu.

27 Maze Hiramu yohereza muri ayo mato abagaragu be bamenyereye inyanja; bajyana n’abagaragu ba Salomoni.

28 Baragenda bagera i Ofiri , bakurayo zahabu ingana n’amatalenta magana ane na makumyabiri, bayizanira umwami Salomoni.

## Icya mbere cy'Abami 10

### Umwamikazi w’i Saba asura Salomoni

(2 Matek 9,1–12)

1 Umwamikazi w’i Saba wari wumvise ubwamamare bwa Salomoni akesha izina ry’Uhoraho, azanwa no kumwinjisha ibibazo by’urusobekerane.

2 Aza i Yeruzalemu ashagawe n’imbaga nyamwinshi, n’ingamiya zihetse imibavu, na zahabu nyinshi cyane, n’amabuye y’agaciro gakomeye. Ageze kwa Salomoni amubwira ibyo yari afite ku mutima byose.

3 Salomoni asubiza ibibazo bye byose; ntihagira ikibazo na kimwe kimubera urujijo ku buryo yakiburira igisubizo.

4 Umwamikazi w’i Saba abonye ubuhanga bwa Salomoni, n’inzu yari yarubatse,

5 n’ibiribwa byo ku meza ye, n’amacumbi y’abagaragu be, imiherereze y’abahereza be n’imyambarire yabo, abahereza b’inzoga be, n’ibitambo bitwikwa yaturiraga mu Ngoro y’Uhoraho, arumirwa.

6 Nuko abwira umwami ati «Ibyo numvise mu gihugu cyanjye bakuvugaho, iby’imivugire yawe n’ubuhanga bwawe, byari ukuri.

7 Sinemeraga ibyavugwaga kugeza ubwo niyizira nkibonera n’amaso yanjye; none nsanze nta n’igice cyabyo bambwiye! Urengeje kure mu buhanga no mu mico ubwamamare nari narumvise.

8 Hahirwa abantu bawe, hahirwa abagaragu bawe, bo bahora iteka imbere yawe bumva ubuhanga bwawe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Nihasingizwe Uhoraho, Imana yawe, yo yakwicaje ku ntebe y'ubwami ya Israheli;
bitewe n'uko Uhoraho akunda Israheli ubuziraherezo, yakwimitseho umwami kugira
ngo wubahirize amategeko n'ubutabera.»

10Nuko umwamikazi atura Salomoni amatalenta ijana na makumyabiri ya zahabu,
imibavu myinshi cyane n'amabuye y'agaciro gakomeye. Nta bundi higeze haboneka
imibavu inganya ubwinshi n'iyo ngiyo umwamikazi w'i Saba yatuye umwami
Salomoni.

11Amato ya Hiramu yari yatwaye zahabu y'i Ofiri yari yazanye n'ibiti byinshi
by'indobanurwa, n'amabuye y'agaciro gakomeye.

12Ibyo biti, umwami abikoresha mu Ngoro y'Uhoraho no mu ngoro ye bwite, kandi
abibazamo inanga z'abaririmbyi. Nta biti nk'ibyo byongeye kuboneka kugeza kuri
uyu munsi.

13Umwami Salomoni aha umwamikazi w'i Saba ibyo yashatse kumusaba byose,
tutavuze ibindi byinshi yamuhereye ubuntu butangaje. Hanyuma umwamikazi w'i
Saba aragenda, asubirana n'abagaragu be mu gihugu cye.

### Ubukungu bwa Salomoni

(2 Matek 1,14–17; 9,13–28)

14Uburemere bwa zahabu yajyaga kwa Salomoni mu mwaka umwe gusa bwari
ubw'amatalenta magana atandatu na mirongo itandatu,

15hatabariwemo amakoro y'abagenzi, imisoro y'abacuruzi n'iy'abami bose ba
Arabiya n'abatware b'icyo gihugu.

16Umwami Salomoni acurisha ingabo nini magana abiri muri zahabu, ingabo imwe
ikomekwaho amasikeli magana atandatu ya zahabu.

17Acurisha kandi ingabo nto magana atatu muri zahabu, ingabo imwe ikomekwaho
mini eshatu za zahabu. Umwami azishyira mu nzu y'ishyamba rya Libani.

18Umwami abajisha intebe y'ubwami mu mahembe y'inzovu, ayisiga zahabu
inogereye.

19Iyo ntebe yari ifite amadarajya atandatu, ikagira ubwegamiro buhese n'imikondo
yo kurambikaho inkokora kuri buri ruhande. Hari amashusho abiri y'intare ahagaze
iruhande rw'imikondo,

20hakaba n'andi mashusho y'intare cumi n'abiri yari kuri buri ruhande ku madarajya
atandatu. Nta wundi mwami wigeze abajisha intebe ihwanye n'iyo!

21Ibikombe byose umwami Salomoni yanyweragamo byari bisizwe zahabu,
n'ibikoresho byose byo mu nzu y'ishyamba rya Libani byari bisizwe zahabu
inogereye; nta na kimwe cyariho feza, kuko nta gaciro feza yagiraga mu gihe
cy'ingoma y'umwami Salomoni.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22Umwami yari afite ku nyanja amato yagendanaga n'aya Hiramu kugera i Tarishishi, kandi buri myaka itatu amato y'i Tarishishi yahagarukaga yuzuye zahabu na feza, amahembe y'inzovu, inguge n'inyoni nziza.

23Umwami Salomoni arusha abami bose b'isi ubukungu n'ubuhanga.

24Amahanga yose yifuzaga kubona Salomoni, kugira ngo yumve ubuhanga Imana yashyize mu mutima we.

25Buri wese yazanaga ituro rye, ari ibintu bya feza cyangwa se zahabu, ari imyenda, intwaro, imibavu, amafarasi n'inyumbu, kandi bakabizana buri mwaka.

26Salomoni akoranya amagare n'amafarasi. Yari afite amagare igihumbi na magana ane, n'amafarasi ibihumbi cumi na bibiri, ayashyira mu migi icyurwamo amagare no hafi ye i Yeruzalemu.

27Umwami atuma i Yeruzalemu hagwira feza inganya ubwinshi n'amabuye, n'ibiti by'amasederi binganya ubwinshi n'imivumu yo mu bibaya.

28Amafarasi ya Salomoni yaturukaga mu Musuri n'i Kuwe ; abacuruzi b'umwami bayaguraga i Kuwe.

29Barihaga amasikeli magana atandatu ya feza ku igare rimwe ryavaga mu Musuri, n'ijana na mirongo itanu ku ifarasi imwe. Ni na byo biciro byatangwaga n'abami bose b'Abaheti n'ab'Aramu babigura n'abacuruzi babibazaniye.

## Icya mbere cy'Abami 11

### Salomoni ahemukira Uhoraho

1Umwami Salomoni akunda abagore benshi b'abanyamahanga: uretse umukobwa wa Farawo, abenguka Abamowabukazi, Abahamonikazi, Abedomukazi, Abasidonikazi n'Abahetikazi.

2Bakomokaga mu mahanga Uhoraho yari yarabwiye Abayisraheli, ati «Ntimukajye iwabo kandi na bo ntibakakabazemo, kuko bashobora guhindura imitima yanyu mukiyegurira imana zabo.» Nyamara Salomoni yabengutse abakobwa babo.

3Yatunze abagore magana arindwi bo mu muryango w'imfura, n'inshoreke magana atatu.

4Salomoni amaze gusaza, abo bagore bamuhinduye umutima bawerekeza ku zindi mana; maze umutima we ntiwakomeza kurangamira Uhoraho nk'uko uwa se Dawudi wari umeze.

5Salomoni ayoboka Ashitoreti, imanakazi y'Abasidoni, na Milikomu, ishyano ry'Abahamoni.

6Salomoni akora ibyo Imana yanga, ntiyaba akiyobotse Uhoraho nk'uko se Dawudi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

yari yarabigize.

7Nuko Salomoni yubaka hejuru y'umusozi uteganye na Yeruzalemu, ahubaka urutambiro rugenewe Kemoshi, ishyano ry'Abamowabu, yubaka n'urundi rutambiro rugenewe Moleki, ishyano ry'Abahamoni.

8Abigenzereza atyo ibigirwamana by'abagore be b'abanyamahanga bose; batwikiraga imana zabo imibavu, bakazitura n'ibitambo.

9Uhoraho arakarira Salomoni, kuko yari yarayobeje umutima we awutanya n'Uhoraho, Imana ya Israheli, yari yaramubonekeye kabiri

10kandi ikamutegeka imwihanangiriza ko atazagira izindi mana yiyegurira, nyamara Salomoni ntiyumvira icyo Uhoraho yari yamutegetse.

11Uhoraho abwira Salomoni, ati «Kubera ko wagenjeje utyo, ukaba utarakurikije Isezerano ryanjye n'amategeko nari naguhaye, ngiye kukunyaga ubwami mbugabire umwe mu bagaragu bawe.

12Nyamara simbikora ukiriho kuko ngiriye so Dawudi, ahubwo nzabunyaga umwana wawe.

13Ariko kandi na we sinzamunyaga ubwami bwose, nzamusigira umuryango umwe kubera so Dawudi na Yeruzalemu nitoreye.»

### Abanzi babiri ba Salomoni

14Uhoraho aterereza Salomoni Hadadi, Umunyedomu, wo mu bwoko bwa cyami bwa Edomu.

15Urwo rwango rwatangiye igihe Dawudi atsinze Edomu; Yowabu, umugaba w'ingabo ze, agasubirayo guhambisha abaguye ku rugamba, akanica icyitwa umuhungu cyose muri Edomu.

16Koko Yowabu na Israheli yose bahamaze amezi atandatu, ngo basige bahatsembye icyitwa igitsinagabo cyose.

17Ni bwo Hadadi, wari ukiri umusore, yahunganye na bamwe mu bagaragu ba se, bahungira mu Misiri.

18Bavuye i Madiyani bagera i Parani, bahavana abantu bamwe barajyana bagerana mu Misiri kwa Farawo, umwami wa Misiri. Farawo aha Hadadi inzu, amumenyera ikimutunga kandi amuha n'isambu.

19Hadadi yari yaratonnye cyane kuri Farawo, bituma amushyingira muramu we, murumuna wa Tahupenesi, umugore we.

20Murumuna wa Tahupenesi abyarira Hadadi umwana w'umuhungu witwa Genubati, maze Tahupenesi amurerera kwa Farawo, nuko Genubati aguma mu rugo rwa Farawo, abyirukana n'abahungu be.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

21Hadadi akiri mu Misiri, inkuru imugeraho ko umwami Dawudi yatanze, kandi ko na Yowabu, umugaba w'ingabo, na we yapfuye. Hadadi abwira Farawo, ati «Ndeka nsubire mu gihugu cyanjye.»

22Farawo amusubiza, agira ati «Ni iki wambuzeho gitumye ushaka gusubira mu gihugu cyawe aka kanya?» Na we aramusubiza ati «Nta cyo, ariko nyemerera ntahe.» Nuko Hadadi aba umwanzi wa Israheli, mu gihe cyose Salomoni yari ku ngoma.

23Imana iterereza Salomoni undi mwanzi: uwitwa Rezoni mwene Eliyada. Yari yarahunze acika shebuja Hadadezeri, umwami w'i Soba.

24Yari yarakoranyirije abantu iruhande rwe, aba umutware w'ako gatsiko. Ubwo Dawudi yamwiciraga abantu, yahungiye i Damasi agumayo ndetse arahategeka.

25Rezoni ahinduka umwanzi wa Israheli mu gihe cyose Salomoni yari ku ngoma.

### Ukwigomeka kwa Yerobowamu

26Yerobowamu mwene Nebati yari Umwefurayimu w'i Sereda; yari umwana w'umupfakazi Seruwa kandi akaba n'umugaragu wa Salomoni, maze na we agomera umwami.

27Dore impamvu yatumye ahemukira umwami. Salomoni yubakaga Milo agira ngo azibe icyuho mu nkike z'Umurwa wa se Dawudi.

28Uwo mugabo Yerobowamu yari intwari kandi ashoboye; Salomoni yari yaramwitegereje akora, aza kumugira umutware w'abanyamirimo y'uburetwa bose b'inzu ya Yozefu.

29Igihe Yerobowamu yari avuye i Yeruzalemu, umuhanuzi Ahiya w'i Silo yamusanze mu nzira; bombi bari bonyine ku gasozi, Ahiya yiteye igishura gishya.

30Ahiya yiyambura cya gishura gishya yari yambaye agicamo ibitambaro cumi na bibiri.

31Hanyuma abwira Yerobowamu ati «Fata ibitambaro cumi, kuko Uhoraho, Imana ya Israheli, yavuze iti 'Dore ngiye kunyaga Salomoni ubwami mbuguhemo imiryango cumi.

32N'umuryango umwe azasigarana bizaba bitewe n'uko nzaba ngiriye umugaragu wanjye Dawudi, n'umurwa wa Yeruzalemu nitoranyirije mu miryango yose ya Israheli.

33Kuko bantaye bakajya kuramya Ashitoreti, ikigirwamanakazi cy'Abasidoni, na Kemoshi, ikigirwamanana cya Mowabu, na Milikomu, ikigirwamanana cya bene Hamoni, kandi bakaba bataragendeye mu nzira zanjye, ngo bakore ibitunganiye amaso yanjye, bitondere amategeko n'imico yanjye nk'uko se Dawudi yabigenzaga.

34Sinzanyaga Salomoni ubwami kuko namutoye ngo abe umwami igihe cyose azaba


© 2012, Bible Society of Rwanda.

akiriho, mbigiriye umugaragu wanjye Dawudi nitoreye, akaba yaritondeye amateka n'amategeko yanjye.

35Ahubwo nzabunyaga umuhungu we mbukwihere: nzaguha imiryango cumi.

36Uwo muhungu we nzamuha umuryango umwe, kugira ngo umugaragu wanjye Dawudi ahorane itara imbere yanjye i Yeruzalemu, umurwa nitoranyirije kugira ngo nywushyiremo izina ryanjye.

37Wowe ubwawe, nzagufata nkujyane utegeke aho ushaka kandi uzaba umwami wa Israheli.

38Niwumvira ibyo nzagutegeka byose, ukagendera mu nzira zanjye, ugakora ibitunganiye amaso yanjye, ukitondera amategeko n'amateka yanjye nk'uko umugaragu wanjye Dawudi yabigenzaga, nzabana nawe kandi nkubakire inzu ikomeye nk'iyo nubakiye Dawudi; kandi nzaguha Israheli.

39Bityo, nzaba ncishije bugufi ubwoko bwa Dawudi, ariko si ko bizahora.'»

40Salomoni ashaka kwicisha Yerobowamu; Yerobowamu arahaguruka ahungira mu Misiri kwa Shishaki, umwami wa Misiri, agumayo kugeza Salomoni atanze.

### Itanga rya Salomoni

(2 Matek 9,29–31)

41Ibindi bigwi bya Salomoni, ibyo yakoze byose n'ubuhanga bwe, ntibyanditswe se mu gitabo cy'Amateka ya Salomoni ?

42Salomoni yamaze imyaka mirongo ine ategeka Yeruzalemu na Israheli.

43Hanyuma Salomoni aratanga, bashyingura umurambo we mu Murwa wa Dawudi. Umuhungu we Robowamu amuzungura ku ngoma.

## Icya mbere cy'Abami 12

# ISRAHELI YIGABANYAMO INGOMA EBYIRI

### Ikoraniro ry'i Sikemu

(2 Matek 10,1–15)

1Robowamu ajya i Sikemu kuko ari ho Israheli yose yari yaje kumwimikira.

2Ariko Yerobowamu mwene Nebati arabyumva; ubwo yari akiri mu Misiri aho yari yarahungiye umwami Salomoni, ni ho yari atuye.

3Batumiza Yerobowamu azana n'ikoraniro ryose rya Israheli, babwira Robowamu aya magambo, bati

4«So yatugeretseho umuzigo uremereye adukoresha imirimo y'uburetwa, wowe rero ubu ngubu tworohereze iyo mirimo ikaze, n'uwo muzigo uremereye so yatugeretseho, maze tukuyoboke tugukorere.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Arabasubiza ati «Nimugende muzagaruke mu minsi itatu.» Nuko baragenda.

6Umwami Robowamu agisha inama abantu bakuru bahoze bahatswe na se Salomoni
akiriho, arababaza ati «Mwebwe mungiriye nama ki yo gusubiza bariya bantu?»

7Baramubwira bati «Uyu munsi niwereka bariya bantu ko ubitayeho, ukabashimisha
kandi ukabasubiza mu magambo meza, bazakomeza bakubere abagaragu.»

8Ariko Robowamu yanga kwemera inama agiriwe n'abo basaza, ahubwo agisha
inama abasore babyirukanye na we, bamuhatsweho.

9Arababaza, ati «Mwebwe mungiriye nama ki? Dusubize iki bariya bantu bambajije
ngo 'Tworohereze umuzigo uremereye so yadukoreye'?»

10Abasore babyirukanye na we bamusubiza, bagira bati «Abo bantu bakubwiye ayo
magambo ngo 'So yatugeretseho umuzigo uremereye, ariko wowe uwutworohereze',
uzabasubize uti 'Urutoki rwanjye rw'agahera rurusha ubunini impyiko za data!

11None rero guhera ubu, ubwo data yabakoreye umuzigo uremereye, jyewe
nzabarushirizaho; kandi kubera ko data yabakubitishaga ibiboko, jyewe
nzabakubitisha imikoba ipfunditseho ibyuma!'»

12Umunsi wa gatatu ugeze, Yerobowamu arikora n'abantu bose basanga umwami
Robowamu, nk'uko yari yarabibabwiye, ati «Muzagaruke ku munsi wa gatatu.»

13Umwami abasubizanya inabi nyinshi: areka inama abasaza bari bamugiriye,

14abasubiza akurikije inama y'abasore, agira ati «Umuzigo wanyu data
yarawuremereje, naho jye nzabarushirizaho; kandi ubwo data yabakubitishaga
ibiboko, jye nzabakubitisha imikoba ipfunditseho ibyuma.»

15Umwami ntiyumvira abo bantu, kuko ubwo bwari uburyo bwakoreshejwe
n'Uhoraho, kugira ngo yuzuze ijambo yari yarabwiye Yerobowamu mwene Nebati,
aritumye Ahiya w'i Silo.

### Igihugu cya Salomoni kigabanyamo ingoma ebyiri

(2 Matek 10,16—11.4)

16Israheli yose ibonye ko umwami atayumvise, imbaga y'abantu imusubiza muri aya
magambo iti «Dufite mugabane ki kwa Dawudi? Nta murage dusangiye na mwene
Yese. Israheli, isubirire mu mahema yawe! None rero Dawudi, wimenyere inzu
yawe!» Nuko Israheli isubira mu mahema yayo.

17Ariko Robowamu akomeza gutegeka Abayisraheli bari batuye mu migi ya Yuda.

18Umwami Robowamu yohereza Adoramu, umutware w'imirimo y'uburetwa, ariko
Israheli yose imutera amabuye nuko arapfa. Ubwo Robowamu ahera ko yinaga ku
igare rye ahungira i Yeruzalemu.

19Israheli yose igandira ityo inzu ya Dawudi kugeza n'ubu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

20Israheli yose imaze kumenya ko Yerobowamu yagarutse, bamutumaho ngo aze mu ikoraniro, maze baramwimika aba umwami wa Israheli yose. Ntihagira uyoboka inzu ya Dawudi, atari umuryango wa Yuda wonyine.

21Robowamu ageze i Yeruzalemu akoranya umuryango wa Yuda wose n'uwa Benyamini, ibumbye abantu ibihumbi ijana na mirongo inani b'abarwanyi kabuhariwe, kugira ngo barwanye inzu ya Israheli, maze bagarurire Robowamu mwene Salomoni ubwami.

22Ariko ijambo ry'Imana rigera kuri Shemaya, umuntu w'Imana riti

23«Bwira Robowamu mwene Salomoni, n'umuryango wose wa Yuda, n'uwa Benyamini, n'abandi bantu bose, uti

24'Uhoraho aravuze ngo: Ntimuzarwanye abavandimwe banyu, Abayisraheli; buri muntu nasubire iwe kuko ibyo ari jye byakomotseho.'» Bumvira ijambo ry'Uhoraho, barataha nk'uko Uhoraho yabivuze.

25Yerobowamu akomeza umugi w'i Sikemu mu misozi ya Efurayimu, arahatura. Hanyuma arahimuka, ajya gukomeza umugi w'i Penuweli.

### Icyaha cya Yerobowamu

26Yerobowamu aribwira, ati «Uko mbona ibintu biteye, ubwami bushobora kuzasubira mu nzu ya Dawudi.

27Aba bantu nibakomeza kuzamuka bajya gutura ibitambo mu Ngoro y'Uhoraho i Yeruzalemu, imitima yabo izagarukira shebuja Robowamu, umwami wa Yuda, maze banyice, bisubirire kwa Robowamu, umwami wa Yuda.»

28Umwami Yerobowamu yigira inama akora amashusho abiri y'inyana za zahabu, abwira abantu, ati «Mwakabije kuzamuka i Yeruzalemu! None rero, Israheli, ngizi imana zawe zagukuye mu gihugu cya Misiri.»

29Ishusho rimwe arishyira i Beteli, irindi arishyira i Dani.

30Ibyo ni byo byateye rubanda gucumura: ntibatinyaga no gutambagira kugera i Dani kubera iryo shusho!

31Yerobowamu yubaka amasengero ahirengeye kandi afata abantu muri rubanda rwa giseseka, batari abo mu nzu ya Levi, abagira abaherezabitambo.

32Yerobowamu akoresha umunsi mukuru mu kwezi kwa munani, ku munsi wa cumi n'itanu, nk'uko byari bisanzwe muri Yuda, nuko arazamuka ajya ku rutambiro. Abigenza atyo i Beteli, maze ya mashusho y'inyana ayahaturira ibitambo. Ashyira i Beteli abaherezabitambo yari yaratoranyije mu masengero y'ahirengeye.

33Nuko ku munsi wa cumi w'ukwezi kwa munani, umunsi yihitiyemo ubwe, azamuka ku rutambiro yari yarubatse i Beteli. Ahakorera umunsi mukuru w'Abayisraheli,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kandi ajya ku rutambiro ahatwikira ububani.

## Icya mbere cy'Abami 13

### Umuntu w’Imana agera i Beteli

1Mu gihe Yerobowamu yatwikiraga ibitambo ku rutambiro, haza umuntu w’Imana avuye muri Yuda, aza i Beteli, azanywe n’ijambo ry’Uhoraho.

2Uwo muntu atera hejuru, avugira kuri urwo rutambiro ijambo ry’Uhoraho, agira ati «Rutambiro! Rutambiro! Uhoraho avuze atya ’Dore mu nzu ya Dawudi hagiye kuvuka umwana uzitwa Yoziya. Azagutwikiraho abaherezabitambo b’ahirengeye baguturiraho ububani, kandi bazagutwikiraho amagufwa y’abantu !’»

3Uwo munsi, umuntu w’Imana yerekana ikimenyetso, agira ati «Iki ni cyo kimenyetso Uhoraho yavuze: dore urutambiro rugiye kwiyasa, n’urugimbu ruriho ruseseke.»

4Umwami Yerobowamu amaze kumva amagambo umuntu w’Imana avuze ku rutambiro rw’i Beteli, amutunga ikiganza cyari gifashe ku rutambiro, avuga ati «Nimumufate!» Ariko icyo kiganza yari atunze umuntu w’Imana kirumirana, ntiyashobora kukigarura.

5Urutambiro ruriyasa n’urugimbu ruraseseka, nk’uko umuntu w’Imana yari yabitanzeho ikimenyetso, abwirijwe n’ijambo ry’Uhoraho.

6Umwami abwira umuntu w’Imana, agira ati «Inginga Uhoraho, Imana yawe, unsabire, ikiganza cyanjye kingarukire.» Umuntu w’Imana yinginga Uhoraho, ikiganza cy’umwami kirakira, gisubira uko cyari kimeze mbere.

7Umwami abwira umuntu w’Imana, ati «Ngwino iwanjye mu rugo, nkugaburire kandi nguhe ingororano.»

8Umuntu w’Imana asubiza umwami, ati «N’ubwo wampa igice cya kabiri cy’ibyo utunze mu nzu yawe, nta bwo twajyana iwawe, sinarira umugati aha hantu kandi sinahanywera amazi,

9kuko ari ko ijambo ry’Uhoraho ryanyihanangirije ngo ’Ntuzagire umugati urya, ntuzanywe amazi kandi nutaha ntuzasubize inzira wajemo.’»

10Agenda anyuze mu yindi nzira, ntiyasubiza iyamuzanye i Beteli.

### Umuntu w’Imana asuzugura

11Hakaba umusaza w’umuhanuzi wari utuye i Beteli, abana be baraza bamurondorera ibyo umuntu w’Imana yakoreye i Beteli uwo munsi; bamubwira n’amagambo uwo muntu yabwiye umwami.

12Se arababaza ati «Yanyuze mu yihe nzira agenda?» Abana be babariza inzira umuntu w’Imana wari wavuye muri Yuda yanyuzemo.


© 2012, Bible Society of Rwanda.

13Umusaza abwira abana be, ati «Nimuntegurire indogobe!» Bamutunganyiriza icyicaro ku ndogobe, yurira indogobe aragenda.

14Akurikira wa muntu w'Imana, amusanga aho yari yicaye mu nsi y'umushishi. Aramubaza ati «Ni wowe muntu w'Imana waturutse muri Yuda?» Undi aramusubiza ati «Ni jye!»

15Aramubwira ati «Ngwino dusubirane iwanjye imuhira ufungure.»

16Umuntu w'Imana aramusubiza ati «Sinshobora gusubiranayo nawe ngo tujyane iwawe; kandi sindira ino umugati, simpanywera n'amazi,

17kuko Uhoraho yambwiye ngo 'Ntuzarire umugati aho hantu, kandi ntuzahanywere amazi, ntuzanasubize inzira yakuzanye.'»

18Umuhanuzi aramubwira ati «Nanjye ndi umuhanuzi nkawe, kandi malayika watumwe n'Uhoraho yambwiye ati 'Mugarure umushyire iwawe mu rugo, arye umugati kandi umuhe n'amazi anywe.'» Ariko yaramubeshyaga.

19Umuntu w'Imana asubiranayo na wa musaza, bageze iwe arya umugati kandi anywa amazi.

### Urupfu rw'umuntu w'Imana

20Bakiri ku meza, ijambo ry'Uhoraho rigera ku muhanuzi wari wagaruye wa muntu w'Imana.

21Umusaza w'umuhanuzi atera hejuru abwira umuntu w'Imana wari wavuye muri Yuda, ati «Uhoraho aravuze ngo: Kubera ko wasuzuguye ijambo ry'Uhoraho, Imana yawe,

22kubera ko wasubiye inyuma ukarya umugati kandi ukanywera amazi ahantu nari nakubujije, ngira nti 'Ntuzaharire umugati kandi ntuzahanywere amazi', umurambo wawe ntuzagera mu mva y'abasokuruza.»

23Nuko umuntu w'Imana amaze kurya umugati no kunywa amazi, wa musaza w'umuhanuzi wari wamugaruye amutegurira icyicaro ku ndogobe,

24aragenda. Ahura n'intare mu nzira iramwica. Umurambo we uguma aho mu nzira, indogobe iwuhagaze iruhande, ku rundi ruhande hahagaze intare.

25Abagenzi bahanyuze babonye iyo ntumbi irambaraye mu nzira, intare ihagaze iruhande rwayo, baza kubibwira abo mu mugi wari utuwemo na wa musaza w'umuhanuzi.

26Uwo muhanuzi wamugaruriye mu nzira abyumvise, aravuga ati «Ni wa muntu w'Imana! Wa wundi utarumviye ijambo ry'Uhoraho, none Uhoraho yamugabije intare iramutanyagura, iramwica, nk'uko Uhoraho yari yamubwiye.»

27Abwira abahungu be, ati «Nimuntegurire icyicaro ku ndogobe!» Bambika


© 2012, Bible Society of Rwanda.

indogobe,

28aragenda, asanga intumbi irambaraye mu nzira, indogobe n'intare bihagaze iruhande rwayo. Intare ntiyari yariye iyo ntumbi, kandi nta cyo yari yatwaye indogobe.

29Umuhanuzi aterura umurambo w'umuntu w'Imana, awushyira ku ndogobe awusubirana iwe. Umuhanuzi w'umusaza asubira mu mugi we, aririra umuntu w'Imana, hanyuma aramushyingura.

30Ashyingura uwo murambo mu mva ye yicukuriye, baririra umuntu w'Imana, bagira bati «Ni ishyano, muvandimwe!»

31Amaze kumushyingura abwira abana be, ati «Igihe nzapfa, muzanshyingure mu mva ishyinguwemo umuntu w'Imana. Muzashyire amagufwa yanjye iruhande rw'aye;

32kuko ijambo Uhoraho yavugiye ku rutambiro rw'i Beteli aranguruye ijwi, no ku masengero yose y'ahirengeye yubatswe mu migi ya Samariya, rizaba ryuzuye.»

33N'ubwo ibyo byabaye, Yerobowamu ntiyaretse imigenzereze ye mibi. Yakomeje gufata abantu muri rubanda rwa giseseka abagira abaherezabitambo bo mu masengero y'ahirengeye. Uwashakaga wese yamukoreragaho imihango yo kumugira umuherezabitambo w'ahirengeye.

34Iyo migenzereze ibera icyaha inzu ya Yerobowamu, bituma isenywa kandi irimburwa ku isi.

## Icya mbere cy'Abami 14

### AMATEKA Y'IZO NGOMA ZOMBI KUGEZAKURI ELIYA

#### Yerobowamu, umwami wa mbere wa Israheli (931–910)

1Muri icyo gihe Abiya mwene Yerobowamu ararwara.

2Yerobowamu abwira umugore we, ati «Haguruka, wiyoberanye hatagira umenya ko uri muka Yerobowamu, maze ujye i Silo. Ni ho umuhanuzi Ahiya aba, akaba ari we wampanuriye ko nzaba umwami w'iyi mbaga.

3Witwaze imigati cumi, udutsima tundi n'ikibindi cy'ubuki, umusange; na we azakubwira uko uyu mwana azamera.»

4Umugore wa Yerobowamu abikora atyo; arahaguruka ajya i Silo kwa Ahiya. Icyo gihe Ahiya ntiyari akibona, ntiyari akibasha no guhunyereza kubera ubusaza bwe.

5Nyamara Uhoraho yari yabwiye Ahiya, ati «Dore muka Yerobowamu ari mu nzira, aje kukubaza iby'umwana we urwaye. Uzamubwire utya n'utya; kandi araza yiyoberanyije, yiyita undi mugore.»


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6Ahiya yumvise imirindi y'ibirenge by'uwo mugore acyinjira mu muryango, aramubwira ati «Injira, mugore wa Yerobowamu! Kuki wihinduye undi mugore? Ngutumweho amagambo akomeye cyane.

7Genda ubwire Yerobowamu, uti 'Uhoraho, Imana ya Israheli aravuze ngo: Nagukuye muri rubanda nkugira umutware w'umuryango wanjye Israheli,

8nanyaze ubwami inzu ya Dawudi ndabuguha; ariko ntiwambereye nk'umugaragu wanjye Dawudi witonderaga amategeko yanjye, akankurikirana n'umutima we wose, akora gusa ibitunganiye amaso yanjye.

9Wakoze ibyaha kurusha abakubanjirije bose: uragenda wihimbira izindi mana z'amashusho abajwe ku buryo wansuzuguye; naho jyewe unjugunya hirya uranzinukwa.

10Ni yo mpamvu inteye guteza inzu ya Yerobowamu ibyago, nkica abantu b'igitsinagabo bo kwa Yerobowamu, baba abacakara cyangwa se abigenga muri Israheli; nkavanaho abakomoka mu nzu ya Yerobowamu nk'uko bakubura umwanda bakawumaraho.

11Umuntu wese wo mu muryango wa Yerobowamu uzapfira mu mugi azaribwa n'imbwa; naho uzagwa ku gasozi azaribwa n'ibisiga byo mu kirere, kuko ari ko Uhoraho yavuze.'

12Naho wowe, mugore, haguruka utahe, nyamara uraba ugishinga ibirenge mu mugi, maze umwana wawe ahite apfa.

13Israheli yose izamuririra imuhambe, kuko ari we wenyine mu bo kwa Yerobowamu uzahambwa mu mva; ni na we wenyine mu bo mu nzu ya Yerobowamu wabonyweho ibyiza bishimisha Uhoraho, Imana ya Israheli.

14Uhoraho azishyiriraho undi mwami muri Israheli, abe ari we urimbura inzu ya Yerobowamu. Ni iby'uyu munsi! Mbivuge nte? Ni ibya nonaha!

15Uhoraho azakubita Israheli ibe nk'urubingo runyeganyezwa n'amazi. Azarandura Abayisraheli muri iki gihugu cyiza yahaye abasekuruza kandi abatatanyirize hakurya y'uruzi, kuko biremeye ibiti byeguriwe ibimana byabo, bagacumura ku Uhoraho.

16Azahana Israheli abahoye ibyaha Yerobowamu yakoze n'ibyo yakoresheje Israheli.»

17Umugore wa Yerobowamu arahaguruka, aragenda agera i Tirisa. Akigera ku muryango w'inzu, umwana arapfa.

18Baramuhamba, Abayisraheli bose baramuririra nk'uko Uhoraho yari yabivuze, abitumye umugaragu we Ahiya w'umuhanuzi.

19Ibindi bigwi bya Yerobowamu, uko yarwanye n'uko yategetse, ibyo byose

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

byanditswe mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Israheli.

20Yerobowamu yamaze imyaka makumyabiri n'ibiri ku ngoma, aratanga. Umuhungu we Nadabu ni we wamuzunguye.

### Robowamu, Umwami wa Yuda (931–913)

(2 Matek 12,1–16)

21Robowamu mwene Salomoni yimikirwa kuba umwami wa Yuda; Robowamu yimye amaze imyaka mirongo ine n'umwe avutse, amara ku ngoma imyaka cumi n'irindwi, ategekera i Yeruzalemu, umugi Uhoraho yitoranyirije mu miryango yose ya Israheli, kugira ngo bahubahirize izina rye. Nyina wa Robowamu yitwaga Nahama, akaba Umuhamonikazi.

22Abantu bo mu muryango wa Yuda bakoze ibyo Uhoraho yanga: ibyaha byabo bituma Uhoraho abarakarira kuruta uko yarakariye abasekuruza babo.

23Kimwe n'abo basekuruza, biyubakira ahirengeye inkingi z'amabuye n'ibiti byeguriwe ibimana byabo, ku misozi yose ihanitse no mu nsi y'igiti cyose kibisi; —

24hadutse kandi mu gihugu abasore n'abakobwa b'amahabara biyegurira ibigirwamana! — bagakora ibibi byose by'abanyamahanga Uhoraho yari yarirukanye imbere y'Abayisraheli.

25Robowamu amaze imyaka itanu ari ku ngoma, Shishaki, umwami wa Misiri, yagabye igitero i Yeruzalemu.

26Yasahuye umutungo wo mu Ngoro y'Uhoraho, asahura n'umutungo wo mu ngoro y'umwami. Atwara byose abimaraho, ndetse yatwaye n'ingabo zose umwami Salomoni yari yaracurishije muri zahabu.

27Umwami Robowamu akoresha izindi ngabo mu miringa zo kuzisimbura, maze aziha abatware b'abasirikare barindaga amarembo y'ibwami.

28Buri gihe umwami yabaga yinjiye mu Ngoro y'Uhoraho, abasirikare bamugendagaho bafite izo ngabo, yasohoka bakajya kuzibika mu nzu yabo.

29Ibindi bigwi bya Robowamu, ibyo yakoze byose, ntibyanditswe se mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Yuda?

30Hakomeje kubaho intambara ziteranya Robowamu na Yerobowamu.

31Umwami Robowamu amaze gutanga, umurambo we washyinguwe mu Murwa wa Dawudi, hamwe n'abasekuruza be. Umuhungu we Abiyamu ni we wamuzunguye ku ngoma.

## Icya mbere cy'Abami 15

### Abiyamu, Umwami wa Yuda (913–911)

(2 Matek 13,1–3.22–23)


© 2012, Bible Society of Rwanda.

1Abiyamu yimitswe kuba umwami wa Yuda, mu mwaka wa cumi n'umunani w'ingoma ya Yerobowamu mwene Nebati.

2Yamaze imyaka itatu ari ku ngoma i Yeruzalemu. Nyina yitwaga Mahaka, akaba umukobwa wa Abusalomu.

3Yakoze ibibi byose byakozwe na se mbere ye; umutima we ntiwatunganira Uhoraho, Imana ye, nk'uko uw'umubyeyi we Dawudi wamutunganiraga.

4Ariko kubera Dawudi, Uhoraho Imana ye yamusigiye urumuri muri Yeruzalemu, ihamishaho umwe mu bana be ngo akomeze Yeruzalemu,

5bitewe n'uko Dawudi yakoraga ibitunganiye amaso y'Uhoraho, ntiyateshuka ku byo Uhoraho yamutegetse gukora, keretse mu bya Uriya w'Umuhiti.

6-7Ibindi bigwi bya Abiyamu, ibyo yakoze byose, ntibyanditswe se mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Yuda? Habaye intambara y'urudaca hagati ya Abiyamu na Yerobowamu.

8Abiyamu yaratanze, umurambo we ushyingurwa mu Murwa wa Dawudi. Umuhungu we Asa ni we wamuzunguye ku ngoma.

### Asa, Umwami wa Yuda (911–870)

(2 Matek 14,1–2; 15,16–19; 16,1–6.11–14)

9Yerobowamu, umwami wa Israheli, amaze imyaka makumyabiri ari ku ngoma, Asa yimikiwe kuba umwami wa Yuda.

10Yamaze imyaka mirongo ine n'umwe i Yeruzalemu ari ku ngoma; nyirakuru yitwaga Mahaka, akaba umukobwa wa Abusalomu.

11Asa yakoze ibitunganiye Uhoraho, nk'uko sekuruza Dawudi yabigenje.

12Yaciye ubuhabara mu gihugu kandi akuraho amashusho y'ibigirwamana ba sekuruza bari baradukanye.

13Ndetse yavanye na nyirakuru Mahaka ku rwego rw'ubugabekazi kuko yari yikoreshereje ishusho ry'ikigirwamana Ashera; Asa yatemye icyo kigirwamana agitwikira mu kibaya cya Sedironi.

14Ariko amasengero y'ahirengeye ntiyavuyeho. Nyamara umutima wa Asa wakomeje gutunganira Uhoraho mu gihe cyose yabayeho.

15Yashyize mu Ngoro ibintu se na we ubwe beguriye Imana; nka feza, zahabu, n'ibindi bikoresho.

16Asa na Bayesha, umwami wa Israheli, barwanye mu gihe cyose babayeho.

17Bayesha, umwami wa Israheli, atera Yuda maze urugo rw'umugi wa Rama ararwubaka ararukomeza kugira ngo azibire inzira Asa, umwami wa Yuda.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

18Asa afata feza na zahabu byari bisigaye byo mu mutungo w'Ingoro y'Uhoraho no mu mutungo w'ingoro y'umwami, abiha abagaragu be kugira ngo babyohereze Beni-Hadadi mwene Tibirimoni, umwuzukuru wa Heziyoni, akaba umwami wa Aramu kandi akaba yari atuye i Damasi. Asa abwira Beni-Hadadi ati

19«Reka tugirane isezerano, nk'uko data na so barigiranye. Nkohorereje amaturo ya feza na zahabu, maze uce ku isezerano wagiranye na Bayesha, umwami wa Israheli, areke gukomeza kuntera.»

20Beni-Hadadi yumvira umwami Asa; agaba ibitero bitera imigi ya Israheli, atsinda umugi wa Iyoni, uwa Dani, uwa Abeli-Betimaka, akarere kose ka Kineroti n'igihugu cyose cya Nefutali.

21Bayesha amaze kumva iyo nkuru, ahita areka gukomeza umugi wa Rama, ajya kwibera i Tirisa.

22Umwami Asa atumira Abayuda bose, hatagize n'umwe usigara, barikora bajya i Rama aho Bayesha yubakaga, bahakura amabuye n'ibiti. Umwami Asa abyubakisha Geba y'Ababenyamini na Misipa.

23Ibindi bikorwa byose bya Asa, ubutwari bwe, ibyo yakoze byose, imigi yubatse, ntibyanditswe se mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Yuda, uretse ko ageze mu zabukuru yarwaye ibirenge?

24Nuko Asa aratanga, umurambo we ushyingurwa mu Murwa wa sekuruza Dawudi. Umuhungu we Yozafati aba ari we umuzungura ku ngoma.

### Nadabu, Umwami wa Israheli (910–909)

25Nadabu mwene Yerobowamu yabaye umwami wa Israheli, mu mwaka wa kabiri w'ingoma ya Asa, umwami wa Yuda; yamaze imyaka ibiri ategeka Israheli.

26Yakoze ibidatunganiye Uhoraho; agendera mu nzira za se kandi akurikiza icyaha se yari yarakoresheje Israheli.

27Bayesha mwene Ahiya wo mu muryango wa Isakari, aramugambanira. Bayesha amwicira i Gibetoni y'Abafilisti, mu gihe Nadabu n'Abayisraheli bose bari bagose Gibetoni.

28Bayesha yishe Nadabu mu mwaka wa gatatu w'ingoma ya Asa, umwami wa Yuda, aba ari we umuzungura ku ngoma.

29Akimara kwimikwa, yishe abo mu muryango wa Yerobowamu bose, arabatsemba, ntiyagira n'umwe asiga, nk'uko Uhoraho yari yabivuzeatumye umugaragu we Ahiya w'i Silo.

30Abica abahoye ibyaha bya Yerobowamu n'ibyo yoheje Abayisraheli ngo bakore, bagacumura kuri Uhoraho, Imana ya Israheli.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

31Ibisigaye by'ibikorwa bya Nadabu, ibyo yakoze byose, ibyo ntibyanditswe se mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Israheli?

(32...)

### Bayesha, Umwami wa Israheli (909–886)

33Mu mwaka wa gatatu w'ingoma ya Asa, umwami wa Yuda, Bayesha mwene Ahiya yima ingoma, ategeka Israheli yose atuye i Tirisa mu gihe cy'imyaka makumyabiri n'ine.

34Yakoze ibidatunganiye amaso y'Uhoraho, akurikiza imigenzereze ya Yerobowamu, n'icyaha yari yarakoresheje Abayisraheli.

## Icya mbere cy'Abami 16

1Ijambo ry'Uhoraho ribwirwa Yehu mwene Hanani, ngo arigeze kuri Bayesha, muri aya magambo:

2«Nari naragukuye mu mukungugu, nkugira umutware w'umuryango wa njye Israheli, nyamara wowe wakurikije imigenzereze ya Yerobowamu, utera umuryango wanjye Israheli gucumura kugira ngo ndakazwe n'ibyaha byabo.

3Ni yo mpamvu ngiye gutsemba Bayesha n'abari basigaye bo mu nzu ye. Inzu yawe nzayigira uko nagenje iya Yerobowamu mwene Nebati.

4Umuntu wese wo mu muryango wa Bayesha uzapfa aguye mu mugi, azaribwa n'imbwa; naho uzagwa ku gasozi, azaribwe n'ibisiga byo mu kirere.»

5Ibindi bigwi bya Bayesha, ibyo yakoze, n'ubutwari bwe, ntibyanditswe se mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Israheli?

6Bayesha yaratanze asanga abasekuruza be, umurambo we ushyingurwa i Tirisa. Umuhungu we Ela amuzungura ku ngoma.

7Koko ijambo ry'Uhoraho ryabwiwe umuhanuzi Yehu mwene Hanani, kugira ngo arigeze kuri Bayesha n'inzu ye. Yarakaje Uhoraho bikabije, kubera ibibi byose yari yarakoreye mu maso ye, bituma amera nk'abo mu nzu ya Yerobowamu yari yaratsembye.

### Ela, Umwami wa Israheli (886–885)

8Mu mwaka wa makumyabiri n'itandatu w'ingoma ya Asa, umwami wa Yuda, Ela mwene Bayesha yimikirwa kuba umwami wa Israheli, atura i Tirisa, amara imyaka ibiri ari ku ngoma.

9Umugaragu we Zimiri wategekaga igice kimwe cy'abanyamagare be, aramugomera. Uwo munsi umwami yari i Tirisa, mu nzu ya Arisa, umunyarugo we, aho yanyweraga byo gusinda.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Ni bwo Zimiri yinjiye, atera Ela, aramwica, maze aramuzungura. Hari mu mwaka wa makumyabiri n'irindwi Asa umwami wa Yuda ari ku ngoma.

11Zimiri akimara kwimikwa no kwicara ku ntebe y'ubwami, amarira ku icumu abo mu nzu ya Bayesha bose; ntiyagira umwana w'umuhungu n'umwe amusigira, haba mu muryango we cyangwa se mu ncuti ze.

12Zimiri atsemba inzu yose ya Bayesha, bikurikije ijambo ry'Uhoraho yatumye umuhanuzi Yehu kuri Bayesha.

13Ibyo byari bitewe n'ibyaha byose Bayesha n'umuhungu we Ela bari bakoze ubwabo kandi bakabikoresha na Israheli, bagasenga ibigirwamana, bikageza ubwo barakaza Uhoraho, Imana ya Israheli.

14Ibindi bigwi bya Ela, ibyo yakoze byose, ntibyanditswe se mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Israheli?

### Zimiri, Umwami wa Israheli (885)

15Mu mwaka wa makumyabiri n'irindwi w'ingoma ya Asa, umwami wa Yuda, Zimiri aba umwami i Tirisa, mu gihe cy'iminsi irindwi. Icyo gihe ingabo za Israheli zari zateye i Gibetoni y'Abafilisiti.

16Nuko izo ngabo zumva inkuru ivuga ngo «Zimiri yigometse, ndetse yica umwami!» Uwo munsi Abayisraheli bose, aho bari mu ngando, bimika Omari wari umugaba w'ingabo ngo ababere umwami.

17Omari n'Abayisraheli bose bazamuka bava i Gibetoni, bajya kugota Tirisa.

18Zimiri abonye ko umugi wafashwe, ahungira mu munara w'ingoro y'umwami, yitwikiramo, arapfa.

19Yazize ibyaha bye akora ibidatunganiye Uhoraho, agakurikiza ingeso za Yerobowamu wari warateye Israheli gucumura.

20Ibindi Zimiri yakoze n'ubwigomeke bwe, ibyo ntibyanditswe se mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Israheli?

21Ubwo rero Abayisraheli bicamo ibice bibiri: igice kimwe gikurikira Tibini mwene Ginati kugira ngo bamwimike ababere umwami; naho abandi bakurikira Omari.

22Abantu bakurikiye Omari, barusha amaboko abakurikiye Tibini mwene Ginati, barabanesha. Tibini arapfa, maze Omari arimikwa.

### Omari, Umwami wa Israheli (885–874)

23Omari yabaye umwami wa Israheli mu gihe cy'imyaka cumi n'ibiri. Yimitswe mu mwaka wa mirongo itatu n'umwe w'ingoma ya Asa, umwami wa Yuda. Yamaze imyaka itandatu ari i Tirisa,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

24hanyuma agura na Shemeri umusozi wa Samariya ku matalenta abiri ya feza. Yubaka kuri uwo musozi arahakomeza, umugi ahubatse awita Samariya, akurikije izina rya nyirawo Shemeri.

25Omari akora ibidatunganiye amaso y'Uhoraho ndetse akora nabi kurusha abamubanjirije bose.

26Yakurikije ingeso zose za Yerobowamu mwene Nebati, kandi akurikiza ibyaha Yerobowamu yari yarakoresheje Abayisraheli bakarakaza Uhoraho, Imana ya Israheli, basenga ibigirwamana bitagira agaciro.

27Ibindi bigwi bya Omari, ibyo yakoze n'ubutwari bwe, ibyo ntibyanditswe se mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Israheli?

28Omari aratanga, umurambo we ushyingurwa i Samariya. Umuhungu we Akabu amuzungura ku ngoma.

### Akabu, Umwami wa Israheli (874–853)

29Akabu mwene Omari, yimye ingoma ya Israheli mu mwaka wa mirongo itatu n'umunani w'ingoma ya Asa, umwami wa Yuda. Akabu mwene Omari, ategeka Israheli imyaka makumyabiri n'ibiri ari i Samariya.

30Akabu mwene Omari, akora ibibi mu maso y'Uhoraho, maze akora nabi kurusha abamubanjirije bose.

31Yabonye ko gukurikiza ibyaha bya Yerobowamu mwene Nebati ari ubusa kuri we, arongora Yezabeli, umukobwa wa Etibehali, umwami w'Abasidoni; ayoboka ikigirwamana Behali, maze arakiramya.

32Yubakira Behali inzu i Samariya, ayishyiramo urutambiro,

33n'igiti cyeguriwe ibigirwamana. Akabu akomeza gukora ibirakaza Uhoraho, Imana ya Israheli, ku buryo butambutse ubw'abami bose ba Israheli bamubanjirije.

34Ku ngoma ye ni bwo Hiyeli w'i Beteli yongeye kubaka Yeriko. Yubaka urufatiro rwayo, atura umwana we w'imfura witwaga Abiramu, amarembo yayo ayashyiraho inzugi, atura umwana we w'umuhererezi witwaga Segubi, biba nk'uko Uhoraho yari yaravuze atumye Yozuwe, mwene Nuni.

## Icya mbere cy'Abami 17

### INKURU Y'UMUHANUZI ELIYA

#### Eliya ku nkombe y'umugezi wa Keriti

1Eliya Umutishibi, wo mu baturage b'i Gilihadi, abwira Akabu ati «Ndahiye Uhoraho, Imana ya Israheli nkorera, ko nta rume cyangwa imvura bizagwa muri iyi myaka, keretse jye mbitegetse!»

2Uhoraho abwira Eliya, agira ati

3«Va hano, ugende werekeza iy'iburasirazuba, maze wihishe ku nkombe y'umugezi wa Keriti uri mu burasirazuba bwa Yorudani.

4Uzanywe amazi y'uwo mugezi kandi nategetse ibikona kuzajya bikugemurira ibyo kurya.»

5Aragenda, agenza uko Uhoraho yategetse; ajya kuba ku nkombe y'umugezi wa Keriti wari mu burasirazuba bwa Yorudani.

6Ibikona byamuzaniraga umugati n'inyama mu gitondo na nimugoroba, akajya anywa amazi y'uwo mugezi.

### Eliya mu nzu y'umupfakazi w'i Sareputa

7Hashize iminsi umugezi urakama, kuko nta mvura yari yaraguye mu gihugu.

8Uhoraho aramubwira ati

9«Haguruka ujye i Sareputa y'i Sidoni, maze uhagume; hariyo umugore w'umupfakazi nategetse kujya aguha ibigutunga.»

10Eliya arahaguruka ajya i Sareputa, yinjira mu mugi. Ahasanga umugore w'umupfakazi watashyaga inkwi. Aramuhamagara maze aramubwira, ati «Ndakwinginze, jya kunzanira amazi make muri urwo rweso kugira ngo nywe!»

11Umugore ajya kuyazana. Eliya aramuhamagara maze aravuga ati «Ndakwinginze, unzanire n'agasate k'umugati.»

12Umugore aramusubiza ati «Ndahiye Uhoraho Nyir'ubuzima, Imana yawe! Nta ko mfite, usibye agafu ku rushyi nsigaranye kari mu kebo, n'utuvuta turi mu keso; nimara gutora udukwi ndataha nkavugemo umutsima, jyewe n'umwana wanjye, tuwurye, ahasigaye twipfire.»

13Eliya aramubwira ati «Wigira ubwoba! Taha ubigenze uko ubivuze; ariko ubanze umvugireho akanjye ukanzanire, maze ubone kwivugira akawe n'umwana wawe,

14kuko Uhoraho Imana ya Israheli avuze atya: Mu kebo ntihazaburamo ifu, amavuta yo mu keso ntazatuba, kugeza umunsi Uhoraho azagusha imvura ku butaka.»

15Umugore aragenda, agenza uko Eliya yabivuze; amara iminsi afite icyo arya, we na Eliya n'urugo rwe.

16Mu kebo ntihaburamo ifu, n'amavuta yo mu keso ntiyatuba nk'uko Uhoraho yari yabivugishije Eliya.

### Eliya azura umwana w'umupfakazi

17Nyuma y'ibyo, dore icyabaye: umwana w'uwo mugore nyir'urugo yararwaye. Indwara ye irakomera ku buryo yamuhitanye.

18Umugore abwira Eliya, ati «Mpfa iki nawe, muntu w'Imana? Ese wazanywe iwanjye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

no kwibutsa Imana icyaha cyanjye, ngo wicishe umwana wanjye ?»

19Eliya aramusubiza ati «Mpa umwana wawe!» Amumukura mu gituza, aramufata amujyana mu nzu yo hejuru yararagamo, amuryamisha ku buriri bwe.

20Hanyuma atakambira Uhoraho, agira ati «Uhoraho, Mana yanjye, ese urashaka kugirira nabi uyu mupfakazi wancumbikiye, umwicira umwana?»

21Eliya arambarara gatatu hejuru y'umwana, maze atakambira Uhoraho, agira ati «Uhoraho, Mana yanjye, umwuka w'uyu mwana numugarukemo!»

22Uhoraho yumva ijwi rya Eliya, maze umwuka w'umwana umugarukamo, asubirana ubuzima.

23Eliya afata umwana, amukura mu nzu yo hejuru aramumanukana amuhereza nyina. Eliya aravuga ati «Dore umwana wawe, ni muzima.»

24Umugore abwira Eliya, ati «Yego, noneho ubu menye ko uri umuntu w'Imana, kandi ko ijambo ry'Uhoraho uvuga ari ukuri.»

## Icya mbere cy'Abami 18

### Eliya na Obadiyahu

1Hashize iminsi myinshi, mu mwaka wa gatatu, Uhoraho abwira Eliya, ati «Genda wiyereke Akabu; ngiye kugusha imvura ku butaka.»

2Eliya aragenda ajya kwiyereka Akabu. Ubwo inzara yacaga ibintu i Samariya.

3Akabu ahamagara Obadiyahu w'umunyarugo we. — Obadiyahu uwo yatinyaga cyane Uhoraho;

4bityo, ubwo Yezabeli yicaga abahanuzi b'Uhoraho, Obadiyahu yafashemo ijana ajya kubahisha mu buvumo bubiri, ashyira mirongo itanu muri buri buvumo, akajya abagemurirayo umugati wo kurya n'amazi yo kunywa.—

5Akabu abwira Obadiyahu, ati «Genda mu gihugu, ugere ku masoko yose y'amazi no ku tugezi twose: yenda ahari twabona ubwatsi tugaburira amafarasi n'inyumbu, tutavaho dupfusha igice cy'amatungo yacu.»

6Bigabanya igihugu ngo bakigende. Akabu anyura iye nzira, Obadiyahu na we anyura indi.

7Obadiyahu akigenda, ahura na Eliya. Obadiyahu aramumenya, amwikubita imbere yubamye, aramubwira ati «Ni wowe koko, shobuja Eliya?»

8Undi aramusubiza ati «Ni jye! Genda ubwire shobuja, uti 'Eliya yaje!'»

9Obadiyahu aramusubiza ati «Nacumuye iki cyatuma ungabiza Akabu, jye umugaragu wawe, kugira ngo anyice?

10Ndahiye ubuzima bw'Uhoraho, Imana yawe, ko nta hanga cyangwa igihugu databuja atakwijemo abantu ngo bagushakashake; mu gihe bamuhakaniye ko udahari, akarahiza abo bami b'amahanga ko batakubonye koko.

11None ubu urambwiye ngo ngende mbwire databuja ko Eliya ari hano!

12Ariko nimara gutandukana nawe, umwuka w'Uhoraho urakujyana ahandi ntazi, maze nimenyesha Akabu akaza ntakubone, anyice. Nyamara kandi kuva mu bwana bwanjye, jye umugaragu wawe, nubahaga Uhoraho.

13Nta bwo babwiye databuja icyo nakoze, ubwo Yezabeli yicaga abahanuzi b'Uhoraho? Nahishe abahanuzi ijana b'Uhoraho mu buvumo bubiri, mirongo itanu muri buri buvumo, maze nkajya mbagaburira umugati nkabaha n'amazi yo kunywa.

14None ubu urambwiye ngo ngende mbwire databuja ngo Eliya ari hano! Aranyica !»

15Eliya aramusubiza ati «Ndahiye ubuzima bw'Uhoraho, Umugaba w'ingabo nkorera, ko uyu munsi niyereka Akabu.

### Eliya na Akabu

16Obadiyahu ajya kubonana na Akabu arabimubwira; Akabu na we ajya kubonana na Eliya.

17Akabu abonye Eliya aramubwira ati «Uratinyutse uraje, kandi ari wowe wateje ibi byago muri Israheli!»

18Eliya aramusubiza ati «Si jye wateje ibyago, ahubwo ni wowe n'inzu ya so, kuko mwirengagije amategeko y'Uhoraho mukiyegurira Behali.

19Noneho ntumirira Abayisraheli bose bateranire ku musozi wa Karumeli, kimwe n'abahanuzi magana ane na mirongo itanu ba Behali, barira ku meza ya Yezabeli.»

### Eliya n'abahanuzi ba Behali ku musozi wa Karumeli

20Akabu atumiza Abayisraheli bose n'abahanuzi, abakoranyiriza ku musozi wa Karumeli.

21Eliya yegera rubanda rwose maze aravuga ati «Muzahereza he gucumbagirira ku maguru yombi ? Niba Uhoraho ari we Mana, nimumukurikire; niba kandi ari Behali, abe ari we mukurikira!» Ariko abantu ntibagira ijambo na rimwe bamusubiza.

22Eliya arongera abwira rubanda, ati «Ni jyewe muhanuzi w'Uhoraho usigaye jyenyine, naho abahanuzi ba Behali ni magana ane na mirongo itanu.

23Nibaduhe ibimasa bibiri; bihitiremo icyabo, bakibage maze bagishyire hejuru y'inkwi, ariko ntibacane umuriro. Nanjye ndabigenza ntyo ku kindi kimasa; ndakibaga ngishyire hejuru y'inkwi, ariko sincana umuriro.

24Hanyuma muze kwiyambaza izina ry'imana yanyu, nanjye ndiyambaza izina

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ry'Uhoraho. Imana iza gusubirisha umuriro, iraba ari yo Mana.» Abantu bose baramusubiza bati «Iryo jambo ni ryiza.»

25Eliya abwira abahanuzi ba Behali, ati «Nimwihitiremo icyanyu kimasa, mube ari mwe mubanza kubaga kuko muri na benshi; hanyuma mwiyambaze izina ry'imana yanyu, ariko ntimucane umuriro.»

26Bafata ikimasa bahawe, barakibaga, maze biyambaza izina rya Behali kuva mu gitondo kugera ku manywa y'ihangu, bavuga bati «Behali, dusubize!» Ariko ntihagira ijwi ryumvikana cyangwa ubasubiza n'umwe. Nuko babyinira iruhande rw'urutambiro bari bubatse.

27Bagejeje ku manywa y'ihangu, Eliya abashinyagurira, avuga ati «Nimuhamagare cyane kuko ari imana mubwira. Wenda ubu yaba yiherereye, cyangwa se yaba idahari, cyangwa se ikaba hari aho yazindukiye; wenda yaba isinziriye ikaba ikwiye gukangurwa!»

28Barongera barangurura amajwi, maze ku buryo bw'imihango yabo, bisharambuza n'amacumu, kugeza ubwo bivushije amaraso.

29Amanywa arangiye, bakomeza guhanura kugeza igihe cyo gutura igitambo cya nimunsi. Ariko ntihagira ijwi ryumvikana, cyangwa ijambo, cyangwa se ikindi kimenyetso cy'uko bitaweho.

30Eliya abwira abantu bose, ati «Nimunyegere!» Bose baramusanga. Asana urutambiro rw'Uhoraho rwari rwarasenyutse.

31Afata amabuye cumi n'abiri, nk'uko imiryango ya bene Yakobo yanganaga, ari we Uhoraho yari yarabwiye ati «Uzitwa Israheli.»

32Ayo mabuye Eliya ayubakisha urutambiro rw'Uhoraho, maze iruhande rw'urwo rutambiro ahacukura umuferege uruzengurutse, ukaba wari ufite intambwe ebyiri z'intoke z'ubujyakuzimu.

33Eliya agereka inkwi ku rutambiro, hanyuma abaga ikimasa, inyama zacyo azirambika hejuru y'inkwi.

34Abwira rubanda, ati «Nimwuzuze amazi mu bibindi bine, maze muyasuke hejuru y'igitambo no hejuru y'inkwi!» Babigenza batyo. Arababwira ati «Nimwongere!» Babikora incuro ya kabiri. Arakomeza arababwira, ati «Nimwongere ubwa gatatu!» Babigira incuro ya gatatu.

35Amazi asendera urutambiro, ndetse yuzura na wa muferege.

36Isaha yo gutura igitambo igeze, umuhanuzi Eliya yegera urutambiro, asenga agira ati «Uhoraho, Mana ya Abrahamu, na Izaki, na Israheli, erekana uyu munsi ko ari wowe Mana muri Israheli, naho jyewe nkaba umugaragu wawe, kandi ko ibyo byose nabikoze nkurikije ijambo ryawe.


© 2012, Bible Society of Rwanda.

37 Ngaho nsubiza, Uhoraho, nsubiza kugira ngo iyi mbaga imenye ko wowe Uhoraho uri Imana, kandi ko ari wowe wigaruriye imitima yabo!»

38 Ubwo umuriro w'Imana uramanuka, utwika igitambo, inkwi, amabuye n'umukungugu, kandi ukamya amazi yari mu muferege.

39 Abantu bose babibonye bikubita hasi bubamye, baravuga bati «Uhoraho ni we Mana! Uhoraho ni we Mana!»

40 Nuko Eliya arababwira ati «Nimufate abahanuzi ba Behali, ntihagire n'umwe ubacika!» Barababafata. Eliya abamanurira ku mugezi wa Kishoni, arahabicira.

### Imvura yongera kugwa

41 Eliya abwira Akabu, ati «Zamuka urye kandi unywe, kuko numvise umuhindo w'imvura y'impangukano.»

42 Akabu ajya kurya no kunywa, naho Eliya ajya mu mpinga y'umusozi wa Karumeli, maze arapfukama, umutwe awukoza ku mavi ye.

43 Abwira umugaragu we, ati «Ngaho genda witegereze mu cyerekezo cy'inyanja!» Arazamuka aritegereza, maze aravuga ati «Nta cyo mbonye.» Eliya aramubwira ati «Subirayo», bigera ku ncuro ndwi.

44 Ku ncuro ya karindwi, umugaragu aravuga ati «Dore mbonye igicu gito kingana n'ikiganza cy'umuntu, kizamuka kiva mu nyanja.» Eliya aramubwira ati «Zamuka ubwire Akabu, uti 'Shumika amafarasi ku igare, maze umanuke imvura itaza kugufatirana.'»

45 Mu mwanya muto ijuru rirahinduka, ryuzura ibicu n'umuyaga, maze hagwa imvura y'umurindi. Nuko Akabu yurira igare rye, ajya i Yizireyeli.

46 Naho Eliya yuzura imbaraga z'Uhoraho, aracebura maze yiruka imbere ya Akabu, kugera mu marembo ya Yizireyeli.

## Icya mbere cy'Abami 19

### Eliya ahunga

1 Akabu atekerereza Yezabeli ibyo Eliya yakoze byose, n'ukuntu yicishije inkota abahanuzi bose.

2 Yezabeli yohereza intumwa kuri Eliya ngo imubwire iti «Niba ejo kuri iyi saha ntagukoreye ibyo wabakoreye, imana zizangire uko zishatse kose!»

3 Eliya abyumvise arahaguruka, agenda agira ngo akize amagara ye. Agera i Berisheba ho muri Yuda, maze ahasiga umugaragu we.

4 We agenda urugendo rw'umunsi umwe mu butayu. Ahageze yicara mu nsi y'igiti cyari cyonyine. Yisabira gupfa, agira ati «Nta cyo ngishoboye. None Uhoraho, akira

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ubuzima bwanjye kuko ntaruta abasokuruza banjye.»

5 Nuko aryama mu nsi y'icyo giti cyari cyonyine, arasinzira. Umumalayika araza amukoraho, amubwira ati «Byuka urye!»

6 Aritegereza, abona ku musego we umugati wavumbitswe mu mabuye ashyushye n'akabindi k'amazi; ararya, aranywa, hanyuma arongera araryama.

7 Umumalayika w'Uhoraho aragaruka, amukoraho maze aramubwira ati «Byuka urye kuko ugifite urugendo rurerure.»

8 Eliya arahaguruka, ararya kandi aranywa, hanyuma amaze kumva ahembutse, agenda iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine kugera i Horebu, umusozi w'Imana.

### Eliya ku musozi wa Horebu

9 Ahageze, yinjira mu buvumo araharara. Ijwi ry'Uhoraho rirambwira riti «Eliya, urakora iki hano?»

10 Eliya arasubiza ati «Nagize ishyaka ryo guharanira Uhoraho, Umugaba w'ingabo, kuko Abayisraheli baciye ku Isezerano ryawe, basenya intambiro zawe kandi bicisha inkota abahanuzi bawe; ni jye jyenyine usigaye, none barangenza ngo banyice.»

11 Uhoraho aravuga ati «Sohoka maze uhagarare ku musozi imbere y'Uhoraho; dore Uhoraho araje.» Ako kanya, haza inkubi y'umuyaga usatagura imisozi kandi umenagura amabuye imbere y'Uhoraho, ariko Uhoraho ntiyari muri uwo muyaga. Nyuma y'umuyaga haba umutingito w'isi, ariko Uhoraho ntiyari awurimo.

12 Nyuma y'umutingito w'isi haza umuriro, ariko Uhoraho ntiyari awurimo. Noneho nyuma y'umuriro, haza akayaga gahuhera.

13 Eliya akumvise, yipfuka igishura cye mu maso, maze arasohoka ahagarara ku muryango w'ubuvumo. Ijwi riramubaza riti «Eliya, urakora iki hano?»

14 Arasubiza ati «Nagurumanywemo n'ishyaka ry'Uhoraho, Umugaba w'ingabo, kuko Abayisraheli banze kwita ku Isezerano ryawe, basenya intambiro zawe kandi bicisha inkota abahanuzi bawe; ni jye jyenyine wasigaye none barangenza ngo banyice.»

15 Uhoraho aramubwira ati «Genda, usubize inzira wajemo werekeze ku butayu bw'i Damasi. Nugerayo uzasiga amavuta Hazayeli, umwimikire kuba umwami wa Aramu.

16 Na Yehu mwene Nimushi uzamusige amavuta, umwimikire kuba umwami wa Israheli. Hanyuma usige amavuta na Elisha mwene Shafati w'i Abeli-Mehola, abe umuhanuzi mu mwanya wawe.

17 Umuntu uzarokoka inkota ya Hazayeli, azicwa na Yehu, n'uzarokoka inkota ya Yehu, Elisha azamwica.

18 Ariko nzasiga muri Israheli abantu ibihumbi birindwi batapfukamiye Behali,


© 2012, Bible Society of Rwanda.

ntibanamuramye.»

### Eliya atanga Elisha ngo amuzungure

19 Eliya ava aho ngaho aragenda, asanga Elisha mwene Shafati ahinga. Yahingaga umurima we ari kumwe n'abagaragu be; buri wese uko bari cumi na babiri ahingisha ibimasa bibiri, ari we ubwe uyoboye bibiri by'inyuma. Eliya amunyura iruhande, maze amujugunyira igishuracye.

20 Elisha asiga ibimasa bye aho, yiruka kuri Eliya, aramubwira ati «Nyemerera njye gusezera kuri data na mama, mbone ubugukurikira.» Eliya aramubwira, ati «Genda! Subirayo! Hari icyo nagutwaye se?»

21 Elisha amusezeraho, maze afata bya bimasa bye bibiri, arabibaga abituraho ibitambo, naho ibihingisho by'ibiti byari bibishumitseho abitekesha inyama zabyo, maze agaburira abantu be. Hanyuma arahaguruka akurikira Eliya, akajya amukorera.

## Icya mbere cy'Abami 20

### Beni-Hadadi atera Samariya

1 Beni-Hadadi, umwami wa Aramu, akoranya ingabo ze zose; yari kumwe n'abami mirongo itatu na babiri, n'amafarasi n'amagare. Arazamuka atera Samariya.

2 Yohereza intumwa mu mugi kwa Akabu, umwami wa Israheli,

3 kumubwira ziti «Beni-Hadadi aravuze ngo 'Feza yawe na zahabu yawe ni ibyanjye; abagore bawe n'abana bawe barusha abandi uburanga ni abanjye.'»

4 Umwami wa Israheli arasubiza ati «Bibe uko ubivuze, shobuja Mwami wanjye! Ndi uwawe n'ibyo ntunze byose.»

5 Intumwa zirongera ziragaruka, ziramubwira ziti «Beni-Hadadi aravuze ngo 'Nagutumyeho intumwa ngira ngo uzimpere feza yawe, zahabu yawe, abagore bawe n'abana bawe.

6 None rero ejo kuri iyi saha, nzohereza abagaragu banjye iwawe basake mu nzu yawe no mu mazu y'abagaragu bawe. Icyashimishaga amaso yawe cyose, bazagifata bakinzanire.'»

7 Umwami wa Israheli atumira abatware bo mu gihugu cye bose, arababwira ati «Murabona namwe ko uriya mugabo ashaka kutwiyenzaho! Yantumyeho ngo muhe abagore banjye, abana banjye, feza yanjye na zahabu, sinabimwimye.»

8 Abatware na rubanda rwose baramubwira bati «Ntumwumvire, wange!»

9 Akabu abwira intumwa za Beni-Hadadi, ati «Mubwire umwami databuja muti 'Ibyo watumye bwa mbere ku mugaragu wawe, nzabikora; ariko ibi bya nyuma sinzabikora.'» Intumwa zirataha, zigeza kuri Beni-Hadadi igisubizo cya Akabu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Beni-Hadadi yongera kumutumaho, amubwira ati «Imana zizampane bikomeye Samariya, nintayihindura igiharambuga, ndetse ku buryo aba bantu turi kumwe batazahabona n'umukungugu wakuzura urushyi!»

11Umwami wa Israheli arasubiza ati «Ngaho komeza wivugire! Ariko kandi uriho akenyera umukandara we, ntakirate nk'uriho awukenyurura.»

12Ngo yumve iryo jambo, Beni-Hadadi wari kumwe n'abandi bami banywera mu ihema rye, abwira abagaragu be ati «Tujye ku rugamba!» Nuko bitegura gutera umugi.

### Akabu atsinda intambara ya mbere

13Ubwo haza umuhanuzi, yegera Akabu, umwami wa Israheli, aramubwira ati «Uhoraho aravuze ngo 'Wabonye ziriya ngabo ukuntu ari nyinshi? Ndazikugabiza uyu munsi, maze umenye ko ndi Uhoraho.'»

14Akabu arasubiza ati «Ni nde uzazidukiza?» Na we aramusubiza ati «Uhoraho aravuze ngo 'Ni abasore batoranyijwe n'abatware b'uturere.'» Akabu aravuga ati «Ni nde uzashoza urugamba?» Aramusubiza ati «Ni wowe!»

15Akabu akoranya umutwe w'ingabo z'abasore batoranyijwe n'abatware b'uturere, bakaba barageraga kuri magana abiri mirongo itatu na babiri, nyuma yabo akoranya Abayisraheli bose bageraga ku bihumbi birindwi.

16Igihe cy'amanywa y'ihangu baratera, ariko icyo gihe Beni-Hadadi yari mu ihema yinywera yasinze, ashagawe na ba bami mirongo itatu na babiri.

17Umutwe w'ingabo z'abasore batoranyijwe n'abatware b'uturere ni wo washoje urugamba. Beni-Hadadi yohereza abo kumurebera, baramubwira bati «Hari abantu bavuye i Samariya.»

18Arababwira ati «Niba bazanywe n'amahoro mubafate mpiri, niba kandi bazanywe no kurwana, na bwo mubafate mpiri!»

19Umutwe w'ingabo z'abasore batoranyijwe n'abatware b'uturere ni wo wari wavuye mu mugi, ukurikiwe n'izindi ngabo.

20Bararwana, buri wese yica uwe. Abaramu barahunga, Abayisraheli barabakurikirana. Beni-Hadadi, umwami wa Aramu, yurira ifarasi, ahungana n'abandi bake.

21Hanyuma umwami wa Israheli arasohoka, afata amafarasi n'amagare asigaye, atsinda ingabo za Aramu ku buryo budasubirwaho.

### Akabu atsinda ubwa kabiri

22Umuhanuzi yegera umwami wa Israheli, aramubwira ati «Genda ube intwari, witegure utekereza uko uzabigenza, kuko umwami wa Aramu azagutera umwaka

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

utaha.»

[23]Abagaragu b'umwami wa Aramu baramubwira bati «Imana yabo ni imana yo mu misozi, ni yo mpamvu batuneshej e. Ariko noneho, turwanire mu kibaya, ni ukuri tuzabanesha.

[24]Bigenze utya: bariya bami mwari kumwe, bakureho, ubasimbuze abatware b'ingabo!

[25]Maze wowe ubwawe, ugabe ingabo zihwanye n'izo watakaje, ugire amafarasi n'amagare angana n'aya mbere, maze turwanire mu kibaya; ni ukuri tuzabanesha.» Arabumvira, abigenza atyo.

[26]Noneho umwaka ukurikiyeho, Beni-Hadadi akoranya Abaramu, nuko azamuka ajya kuri Afeki kurwanya Israheli.

[27]Abayisraheli baraterana bahabwa impamba, maze bitegura kurwanya Abaramu. Abayisraheli baca ingando ahateganye na bo, bangana n'imikumbi ibiri mito y'ihene, naho Abaramu bari buzuye igihugu.

[28]Wa muntu w'Imana araza, yegera umwami wa Israheli, aramubwira ati «Uhoraho aravuze ngo 'Kubera ko Abaramu bavuze ko Uhoraho ari Imana yo mu misozi, atari Imana yo mu kibaya, ngiye kukugabiza ziriya ngabo nyinshi, maze mumenye ko ndi Uhoraho.'»

[29]Bamara iminsi irindwi bateganye; ku munsi wa karindwi, urugamba rurarema. Mu munsi umwe gusa, Abayisraheli bica Abaramu ibihumbi ijanab'ingabo zigenza amaguru.

[30]Abacitse ku icumu bahungira mu mugi wa Afeki, ariko urukuta rugwira abo bantu ibihumbi makumyabiri na birindwi bari basigaye. Beni-Hadadi we yari yahunze, yigira mu mugi, arihisha akajya ava mu cyumba kimwe ajya mu kindi.

[31]Abagaragu be baramubwira bati «Twumvise bavuga ko abami b'inzu ya Israheli ari abanyambabazi. Reka dukenyere ibigunira, twibohe amaboko, maze dusohoke dusange umwami wa Israheli, wenda yakubabarira ntakwice.»

[32]Bakenyera ibigunira kandi biboha amaboko, basanga umwami wa Israheli, baravuga bati «Umugaragu wawe Beni-Hadadi aragusaba ngo umukize!» Akabu arabasubiza ati «Aracyari muzima? Ni umuvandimwe wanjye!»

[33]Abo bantu babona ko icyo ari ikimenyetso gishimishije; bihutira kumukubira kuri iryo jambo, na bo baravuga bati «Beni-Hadadi ni umuvandimwe wawe.» Akabu arababwira ati «Nimugende mumunzanire.» Beni-Hadadi arasohoka asanga Akabu, agezeyo Akabu amwuriza igare rye bwite.

[34]Beni-Hadadi aramubwira ati «Imigi data yanyaze so ndayigushubije; uziyubakire amaduka i Damasi nk'uko data yayiyubakiye i Samariya.» Akabu aravuga ati


© 2012, Bible Society of Rwanda.

«Ndakureka ugende nitugirana isezerano.» Nuko basezerana ku buryo bunejeje Akabu, aramurekura aragenda.

### Umuhanuzi yihanangiriza Akabu kubera ikosa rye

35Umugabo umwe wo mu itorero ry'abahanuzi, abwira mugenzi we abitegetswe n'Uhoraho, ati «Ndakwinginze, nkubita.» Undi yanga kumukubita.

36Uwo muhanuzi arongera aramubwira ati «Kubera ko utumviye ijambo ry'Uhoraho, tukimara gutandukana intare irakwica.» Nuko bamaze gutandukana, ahura n'intare iramwica.

37Uwo muhanuzi ahura n'undi mugabo, aramubwira ati «Ndakwinginze, nkubita!» Umugabo aramukubita, aramukomeretsa.

38Umuhanuzi aragenda, ajya gutegera umwami mu nzira; yari yiyoberanyije yipfutse umwenda mu maso.

39Umwami ahise, amutakira agira ati «Jye umugaragu wawe nari negereye aho barwaniraga, nuko umwe mu bacu ava ku rugamba, anzanira umuntu arambwira ngo 'Rinda uyu muntu! Nagucika, nzakwica mu kigwi cye, cyangwa uzandihe italenta imwe ya feza.'

40Ariko mu gihe umugaragu wawe yari agikora hirya no hino, wa mugabo aracika.» Umwami wa Israheli aramubwira ati «Urubanza ruragutsinze, urarwiciriye!»

41Umuhanuzi yitwikurura vuba umwenda wari mu maso, noneho umwami wa Israheli amenya ko ari umwe mu bahanuzi.

42Uwo muhanuzi aramubwira ati «Uhoraho aravuze ngo 'Kuko warekuye umuntu natanze ngo yicwe, uzapfa mu kigwi cye, n'abantu bawe bazicwe mu kigwi cy'abe.'»

43Umwami wa Israheli ataha iwe i Samariya, afite agahinda n'uburakari.

## Icya mbere cy'Abami 21

### Umuzabibu wa Naboti

1Dore icyakurikiye ibyo ngibyo. Naboti w'i Yizireyeli yari afite umurima w'imizabibu iruhande rw'ingoro ya Akabu, umwami wa Samariya.

2Akabu abwira Naboti, ati «Mpa umurima wawe w'imizabibu, nywugire ubusitani bwanjye, kuko uri iruhande rw'inzu yanjye. Nzakuguranira nguhe urusha uwawe ubwiza, cyangwa se nubishaka, nzaguhe ikiguzi cyawo mu giciro cya feza.»

3Naboti asubiza Akabu, ati «Uhoraho arandinde gutanga umurage w'abasokuruza banjye!»

4Akabu asubira iwe ababaye cyane kandi arakaye, kubera amagambo yari abwiwe na Naboti ngo «Sinzaguha umurage w'abasokuruza.» Aryama ku buriri bwe yerekeye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

urukuta, yanga kurya.

5Umugore we Yezabeli aza kumureba, aramubaza ati «Urakajwe n'iki gitumye utarya?»

6Umwami aramusubiza ati «Ni uko nabwiye Naboti w'i Yizireyeli nti 'Tugure umurima wawe w'imizabibu, cyangwa se niba ubikunze nguhe ingurane yawo', maze akanga.»

7Umugore we Yezabeli aramubwira ati «Mbese si wowe utegeka ingoma ya Israheli? Byuka urye, maze umutima wawe unezerwe, ni jyewe uzaguha umurima w'imizabibu wa Naboti w'i Yizireyeli!»

8Yandika amabaruwa mu izina rya Akabu, ayashyiraho ikimenyetso cy'ubwami, maze ayohererereza abatware n'abanyacyubahiro bari baturanye na Naboti mu mugi.

9Muri ayo mabaruwa yari yanditsemo ngo «Nimutangaze igisibo, maze mushyire Naboti ku murongo wa mbere w'imbaga y'abantu.

10Muzane abagabo babiri b'abagome mubashyire imbere ye, bamushinje amakosa bagira bati 'Watutse Imana n'umwami!' Nuko muhereko mumusohora, mumutere amabuye, mumwice!»

11Abantu bo mu mugi wa Naboti, ari bo batware n'abanyacyubahiro bari bahatuye, babigenza uko Yezabeli yabibasabye nk'uko byari byanditswe mu mabaruwa yabohererereje.

12Batangaza igisibo, bashyira Naboti imbere y'imbaga y'abantu bateraniye aho,

13hanyuma bazana abantu babiri b'abagome, babicaza imbere ye. Abo bagome bashinja Naboti mu ruhame rw'abantu, bavuga bati «Naboti yatutse Imana n'umwami!» Uwo mwanya baramufata, bamuvana mu mugi, bamutera amabuye arapfa.

14Batuma kuri Yezabeli kumubwira, bati «Bateye Naboti amabuye, maze arapfa.»

15Yezabeli amaze kumva ko Naboti yatewe amabuye agapfa, abwira Akabu, ati «Haguruka, ugende ufate wa murima w'imizabibu Naboti yanze ko mugura, kuko Naboti atakiriho, yapfuye.»

16Akabu amaze kumenya ko Naboti yapfuye, arahaguruka, aramanuka ajya mu murima w'imizabibu wa Naboti w'i Yizireyeli, arawuzungura.

### Eliya amenyesha igihano cya Akabu n'icya Yezabeli

17Ubwo ijambo ry'Uhoraho ribwirwa Eliya w'Umutishibi, riti

18«Haguruka! Umanuke usange Akabu, umwami wa Israheli, utegekera i Samariya. Ari mu murima w'imizabibu wa Naboti yazunguye.


© 2012, Bible Society of Rwanda.

19Umubwire aya magambo, uti ’Uhoraho aravuze ngo: Umaze kwica, none utinyutse
no kunyaga ? Ni yo mpamvu Uhoraho avuze ngo: Aho imbwa zarigatiye amaraso ya
Naboti ni ho zizarigatira n’ayawe bwite.’»

20Akabu abwira Eliya, ati «Urambonye, mwanzi wanjye!» Undi aramusubiza ati
«Ndakubonye kuko watinyutse gukora ibyo Uhoraho yanga.

21Ubu ngiye kuguteza ibyago: nzagutsemba ntsiratsize; mu nzu ya Akabu nzamaraho
ab’igitsinagabo bose, baba abacakara cyangwa se abigenga muri Israheli.

22Nzahindura inzu yawe nk’iya Yerobowamu mwene Nebati, kandi nk’iya Bayesha
mwene Ahiya, kuko wancumuyeho kandi ukoshya Abayisraheli ngo bancumureho.

23Naho ku byerekeye Yezabeli, Uhoraho avuze atya: Imbwa zizarira Yezabeli mu
murima w’i Yizireyeli.

24Umuntu wese wo mu muryango wa Akabu uzapfira mu mugi, imbwa zizamurya,
naho uzagwa ku gasozi, azaribwa n’ibisiga byo mu kirere.»

25Koko nta muntu n’umwe wigeze abaho w’umugome nka Akabu, ngo akore ibyo
Uhoraho yanga, yohejwe n’umugore we Yezabeli.

26Yakoze nabi cyane, yiyegurira ibigirwamana nk’uko Abahemori babigenzaga, ari bo
Uhoraho yirukanye imbere y’Abayisraheli.

27Akabu amaze kumva ayo magambo ya Eliya atanyagura imyenda ye, yambara
ikigunira kandi asiba kurya; akaryama ku bigunira kandi akagenda yiyoroheje.

28Nuko Uhoraho abwira Eliya w’Umutishibi, ati

29«Wabonye uko Akabu yicishije bugufi imbere yanjye? Kubera ko yicishije bugufi
mu maso yanjye, sinzamuteza ibyago akiri ku ngoma, ahubwo nzabiteza inzu ye ku
ngoma y’umuhungu we.»

## Icya mbere cy'Abami 22

### Akabu ashaka kwigarurira umugi wa Ramoti y’i Gilihadi

(2 Matek 18,1–3)

1Hashira imyaka itatu nta ntambara hagati y’Abaramu n’Abayisraheli.

2Mu mwaka wa gatatu, Yozafati, umwami wa Yuda, aramanuka asanga umwami wa
Israheli.

3Umwami wa Israheli abwira abagaragu be, ati «Aho muzi ko Ramoti y’i Gilihadi ari
iyacu, tukaba tudaharanira kuyigobotora mu maboko y’umwami wa Aramu?»

4Abaza Yozafati, ati «Waza tukajya kurwana i Ramoti y’i Gilihadi?» Yozafati asubiza
umwami wa Israheli, ati «Nta tandukaniro ryawe nanjye, ingabo zanjye ni zo zawe,
n’amafarasi yanjye ni yo yawe.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Abahanuzi b'umwami bahanura ugutsinda

(2 Matek 18,4–11)

5 Yozafati yongera kubwira umwami wa Israheli, ati «Banza ugishe inama Uhoraho.»

6 Umwami wa Israheli akoranya abahanuzi bagera kuri magana ane, maze arababaza ati «Nzikore njye gutera Ramoti y'i Gilihadi, cyangwa se nzarorere?» Baramusubiza bati «Hatere! Uhoraho ahagabije umwami.»

7 Yozafati arabaza ati «Nta wundi muhanuzi w'Uhoraho ukiri hano ngo tumubaze?»

8 Umwami wa Israheli asubiza Yozafati, ati «Haracyari umuntu twabasha kugishaho inama y'Uhoraho, ariko jye ndamwanga kuko atampanurira ibyiza, keretse ibibi: ni uwitwa Mikayehu mwene Yimila.» Yozafati aramusubiza ati «Mwami, wivuga utyo!»

9 Umwami wa Israheli ahamagara umwe mu byegera bye, aramubwira ati «Ihute uzane Mikayehu mwene Yimila.»

10 Umwami wa Israheli n'uwa Yuda bari ku karubanda ku irembo rya Samariya, bicaye ku ntebe zabo za cyami, buri wese ku ye, bambaye imyambaro yabo ya cyami, abahanuzi bose bahanurira imbere yabo.

11 Sidikiyahu mwene Kenahana wari wicuriye amahembe y'ibyuma, aravuga ati «Uhoraho aravuze ngo: Aya mahembe uzayakubitisha Abaramu kugeza igihe bazashirira!»

12 Abahanuzi bose bahanuraga batyo, bagira bati «Tabara, utere Ramoti y'i Gilihadi, uzatsinda! Uhoraho azayigabiza umwami.»

## Umuhanuzi Mikayehu ahanura ugutsindwa

(2 Matek 18,12–27)

13 Intumwa yari yagiye guhamagara Mikayehu iramubwira iti «Dore abahanuzi bose bahuje amagambo ahanurira umwami ibyiza. Ntuze kunyuranya na bo, uhanure ibyiza!»

14 Mikayehu aramusubiza ati «Ndahiye ubuzima bw'Uhoraho, icyo Uhoraho ambwira ni cyo ndi buvuge.»

15 Ageze imbere y'umwami, umwami aramubaza ati «Mikayehu, dutere Ramoti y'i Gilihadi, cyangwa se turorere?» Aramusubiza ati «Genda! Uzatsinda! Uhoraho yayikugabije !»

16 Umwami aramubwira ati «Nzagusaba na ryari kugira ngo umbwire ukuri konyine mu izina ry'Uhoraho?»

17 Mikayehu aramusubiza ati «Nabonye Israheli yose itataniye ku misozi, nk'intama zitagira umushumba; Uhoraho aravuga ati

'Bariya bantu ntibakigira ubategeka: buri muntu wese nasubire iwe mu mahoro !'»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

18Umwami wa Israheli abwira Yozafati, ati «Nta bwo nakubwiye ko atampanurira ibyiza, ahubwo ari ibibi?»

19Mikayehu aravuga ati «Noneho, umva ijambo ry'Uhoraho. Nabonye Uhoraho atetse ijabiro ku ntebe ye, ingabo zose zo mu ijuru zimuhagaze iburyo n'ibumoso.

20Uhoraho arabaza ati 'Ni nde uzashukashuka Akabu ngo azamuke atere Ramoti y'i Gilihadi, maze agweyo?' Imwe igasubiza ibyayo, indi na yo ibyayo.

21Nuko haza ingabo imwe, ihagarara imbere y'Uhoraho, iravuga iti 'Jyewe nzamushuka.' Uhoraho arayibaza ati 'Uzabigenza ute?'

22Iramusubiza iti 'Nzagenda mpinduke umwuka w'ibinyoma mu kanwa k'abahanuzi be bose.' Uhoraho arayibwira ati 'Uzamushukashuke, kandi uzabishobora, genda ugenze utyo.'

23Niba rero Uhoraho yashyize umwuka w'ikinyoma mu bahanuzi bawe bose, ni uko na we ubwe yakuvuzeho ibyago.»

24Sidikiyahu mwene Kenahana yigira hafi, akubita Mikayehu urushyi; aramubaza ati «Ni hehe umwuka w'Uhoraho wanyuze umvamo ngo uze kuvugana nawe?»

25Mikayehu aramusubiza ati «Dore, uzabimenya umunsi uzajya uva mu nzu ujya mu yindi, ushaka ubwihisho.»

26Umwami wa Israheli aravuga ati «Nimufate Mikayehu, mumushyire Amoni, umutware w'umurwa, na Yowashi, umwana w'umwami;

27maze mubabwire muti 'Umwami aravuze ngo: Nimushyire uyu muntu mu buroko, mujye mumuha umugati n'amazi by'intica ntikize, kugeza ubwo nzatabaruka amahoro.'»

28Mikayehu aravuga ati «Nuramuka utabarutse amahoro, Uhoraho azaba ataramvugiyemo.»

## Akabu agwa ku rugamba

(2 Matek 18,28–34)

29Umwami wa Israheli na Yozafati, umwami wa Yuda, barikora batera i Ramoti y'i Gilihadi.

30Umwami wa Israheli abwira Yozafati, ati «Ngiye kwiyoberanya maze njye ku rugamba, naho wowe ambara imyambaro yawe ya cyami.» Umwami wa Israheli ariyoberanya, ajya ku rugamba.

31Umwami wa Aramu yari yategetse abatware be b'amagare, uko ari mirongo itatu na babiri, ati «Ari umuto, ari umukuru, ntimugire uwo murwanya, keretse umwami wa Israheli wenyine.»

32Abatware b'amagare babonye Yozafati, baravuga bati «Uriya ni we mwami wa

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Israheli nta kabuza», baramuhindukirana ngo bamurwanye, Yozafati avuza induru.

33 Maze abatware b'amagare babonye ko atari we mwami wa Israheli, barakimirana, bareka kumukurikira.

34 Nuko umuntu umwe afora umuheto we, apfa kurasa, ahamya umwami wa Israheli mu ihuriro ry'imyambaro ye y'ibyuma. Umwami ni ko kubwira uwayoboraga igare rye, ati «Hindukiza igare, unkure ku rugamba, kuko maze gukomereka.»

35 Uwo munsi intambara irushaho gukomera, bituma basagasira umwami mu igare rye ahateganye n'Abaramu, ariko agejeje nimugoroba aratanga. Amaraso yavaga mu bikomere bye adendeza mu igare rye.

36 Izuba rigiye kurenga, barangurura ijwi mu ngando, bati «Buri wese nasubire mu mugi we, buri wese mu gihugu cye! Umwami yatanze!»

37 Umurambo we bawuzana i Samariya, aba ari ho ushyingurwa.

38 Igare rye baryogesha amazi menshi mu kizenga cya Samariya, imbwa zirigata amaraso ye, kandi aho ni ho abagore b'amahabara biyuhagirira, nk'uko Uhoraho yari yarabivuze.

39 Ibindi bigwi bya Akabu, ibyo yakoze byose, inzu ye itatse amahembe y'inzovu, imigi yubatse, ntibyanditswe se mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Israheli?

40 Nuko Akabu aratanga, umuhungu we Okoziya amuzungura ku ngoma.

### Yozafati, umwami wa Yuda (870–848)

(2 Matek 20,31—21.1)

41 Yozafati mwene Asa yimikiwe kuba umwami wa Yuda, mu mwaka wa kane w'ingoma ya Akabu, umwami wa Israheli.

42 Yozafati yimye ingoma amaze imyaka mirongo itatu n'itanu avutse, ategeka Yeruzalemu igihe cy'imyaka makumyabiri n'itanu. Nyina yitwaga Azuba, akaba umukobwa wa Shilihi.

43 Yakurikije ingeso zose za se Asa, ntiyazitezukaho kandi akora ibitunganiye Uhoraho.

44 Nyamara amasengero y'ahirengeye ntiyavanweho: abantu bari bakihaturira ibitambo, bakanahatwikira ububani.

45 Yozafati yuzura n'umwami wa Israheli.

46 Ibindi bigwi bya Yozafati, ubutwari bwe, intambara ze, ntibyanditswe se mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Yuda?

47 Yatsembye mu gihugu indaya zigenewe gukorera ibigirwamana zari zararokotse ku ngoma ya se Asa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

48Icyo gihe Edomu ntiyari ifite umwami.

49Yozafati yari afite amato cumi y'i Tarishishi, kugira ngo ajye kuzana zahabu mu gihugu cya Ofiri ; ariko ntibagiyeyo kuko ayo mato yamenekeye i Esiyoni-Geberi.

50Nuko Okoziya mwene Akabu abwira Yozafati, ati «Wakwemera ko abagaragu banjye bajyana n'abawe muri ariya mato?» Yozafati aranga.

51Yozafati aratanga, umurambo we ushyingurwa mu Murwa wa Dawudi. Umuhungu we Yoramu amuzungura ku ngoma.

### Okoziya, umwami wa Israheli 853–852)

52Okoziya mwene Akabu yimye ingoma ya Israheli i Samariya, mu mwaka wa cumi n'irindwi w'ingoma ya Yozafati, umwami wa Yuda. Yategetse Israheli mu gihe cy'imyaka ibiri.

53Yakoze ibidatunganiye Uhoraho, akurikiza ingeso za se, iza nyina, n'iza Yerobowamu mwene Nebati wari wateye Israheli gucumura.

54Yayobotse Behali kandi aramuramya; acumurira Uhoraho, Imana ya Israheli, akurikije ibyo se yakoraga byose.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Icya kabiri cy'Abami 1

### Eliya atangaza igicumuro cya Okoziya

1Nyuma y'urupfu rw'umwami Akabu, igihugu cya Mowabu cyagomeye Israheli.

2Okoziya ahanuka mu idirishya ry'icyumba cye cyo mu nzu yo hejuru i Samariya, yitura hasi arakomereka bikomeye. Yohereza intumwa arazibwira ati «Mujye kundaguriza kwa Behali-Zebubu , imana y'i Ekironi, kugira ngo menye niba nzakira ibi bikomere byanjye!»

3Ubwo Malayika w'Uhoraho abwira Eliya w'Umutishibi, ati «Haguruka! Usanganire intumwa z'umwami w'i Samariya, maze uzibaze uti 'Nta Mana iba muri Israheli, ku buryo mugomba kujya kuraguza kwa Behali-Zebubu, imana y'i Ekironi?'

4Uti 'Ni cyo gitumye Uhoraho avuze ngo: Uburiri uryamyeho, nta bwo uzabubyukaho, uzapfa nta kabuza.'» Nuko Eliya arigendera.

5Intumwa zirahindukira, umwami arazibaza ati «Kuki mugarutse?»

6Ziramusubiza ziti «Twahuye n'umuntu aratubwira ati 'Nimugende musubire ku mwami wabohereje, maze mumubwire muti 'Uhoraho aravuze ngo: Mbese kohereza abantu kuraguza kwa Behali-Zebubu, imana y'i Ekironi, ni uko nta Mana iba muri Israheli? Ngo ni yo mpamvu utazabyuka ku buriri uryamyeho, ngo uzapfa nta kabuza.'»

7Umwami abaza intumwa, ati «Uwo muntu mwahuye akababwira ayo magambo ameze ate?»

8Ziramusubiza ziti «Ni umugabo wari witeye umwenda w'ubwoya, akenyeye n'uruhu.» Nuko arababwira ati «Ni Eliya w'Umutishibi!»

### Okoziya agerageza gufatisha Eliya

9Umwami yohereza kuri Eliya umutegeka w'umutwe w'abasirikare mirongo itanu, ajyana n'abo basirikare be. Uwo mutware arazamuka, asanga Eliya aho yari yicaye mu mpinga y'umusozi, maze aramubwira ati «Muntu w'Imana, umwami aravuze ngo: Manuka!»

10Eliya asubiza wa mutegeka w'umutwe w'abasirikare mirongo itanu, ati «Niba ndi umuntu w'Imana, umuriro nuve mu ijuru ugutwikane n'abantu bawe mirongo itanu!» Uwo mwanya umuriro uva mu ijuru, umutwikana n'umutwe w'abasirikare mirongo itanu yayoboraga.

11Umwami arongera atuma kuri Eliya undi mutware w'umutwe w'abasirikare mirongo itanu, ajyana na bo. Umutware afata ijambo, aramubwira ati «Muntu w'Imana, umwami aravuze ngo: Gira vuba umanuke!»


© 2012, Bible Society of Rwanda.

12Ariko Eliya aramusubiza ati «Niba ndi umuntu w'Imana, umuriro nuve mu ijuru, ugutwikane n'abantu bawe mirongo itanu!» Umuriro w'Imana uva mu ijuru, umutwikana n'umutwe w'abasirikare mirongo itanu.

13Umwami yohereza umutware wa gatatu w'abasirikare mirongo itanu. Ageze imbere ya Eliya arapfukama, aramwinginga ati «Muntu w'Imana, girira impuhwe ubuzima bwanjye n'ubw'abagaragu bawe, ari bo aba basirikare mirongo itanu!

14Dore umuriro wavuye mu ijuru, utwika abatware babiri ba mbere hamwe n'abasirikare babo mirongo itanu. None ubu ngubu ndagusaba kubabarira ubuzima bwanjye!»

15Malayika w'Uhoraho abwira Eliya, ati «Manukana na we! Wimutinya!» Eliya arahaguruka, amanukana na wa mutware basanga umwami, aramubwira ati

16«Uhoraho aravuze ngo: Ko watumye abantu kujya kuraguza kwa Behali-Zebubu, imana y'i Ekironi, ni uko nta Mana iba muri Israheli wagisha inama? Kubera iyo mpamvu, ntuzabyuka kuri ubwo buriri uryamyeho, uzapfa nta kabuza!»

17Okoziya arapfa nk'uko byari byavuzwe na Eliya, atumwe n'Uhoraho. Bitewe n'uko atagiraga umwana w'umuhungu, yazunguwe na Yoramu murumuna we, mu mwaka wa kabiri w'ingoma ya Yoramu mwene Yozafati, umwami wa Yuda.

18Ibindi bigwi bya Okoziya, ibyo yakoze, ntibyanditswe se mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Israheli?

## Icya kabiri cy'Abami 2

### INKURU Y'UMUHANUZI ELISHA

#### Ijyanwa mu ijuru rya Eliya; Elisha amuzungura

1Dore uko byagenze igihe Uhoraho yajyanaga Eliya mu ijuru, mu nkubi y'umuyaga. Eliya na Elisha bavanye i Giligali, bafatanya urugendo.

2Bakigenda, Eliya abwira Elisha, ati «Ndakwinginze, sigara hano kuko Uhoraho anyohereje i Beteli.» Elisha aramusubiza ati «Ndahiye Uhoraho n'ubuzima bwawe, ko ntagusiga!» Nuko baramanukana bajya i Beteli.

3Abahanuzi bo mu itorero ry'i Beteli basanga Elisha, baramubaza bati «Uzi ko uyu munsi Uhoraho ajyana shobuja mu ijuru, hejuru yawe?» Arabasubiza ati «Nanjye ndabizi, nimuceceke!»

4Eliya abwira nanone Elisha, ati «Elisha, ndakwinginze sigara hano, kuko Uhoraho anyohereje i Yeriko.» Aramusubiza ati «Nkurahiye Uhoraho n'ubuzima bwawe ko ntagusiga.» Nuko bagera i Yeriko.

5Abahanuzi bari i Yeriko basanga Elisha, baramubaza bati «Uzi ko uyu munsi Uhoraho ajyana shobuja mu ijuru, hejuru yawe?» Arabasubiza ati «Nanjye ndabizi,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nimuceceke!»

6Eliya yongera kubwira Elisha, ati «Sigara hano ndakwinginze, kuko Uhoraho anyohereje kuri Yorudani.» Undi aramusubiza ati «Ndahiye Uhoraho nawe bwite, ko ntazagutererana!» Ubwo barajyana.

7Abantu mirongo itanu bo mu itorero ry'abahanuzi barabakurikira, ariko bahagarara bareba Yorudani, Eliya na Elisha bari bahagaze bombi ku nkombe y'uruzi.

8Nuko Eliya yiyambura umwitero we, arawuzinga awukubita mu mazi yigabanyamo ibice bibiri ; bombi bambuka n'amaguru urwo ruzi rwumutse.

9Bamaze kwambuka, Eliya abwira Elisha, ati «Nsaba icyo nagukorera mbere y'uko njyanwa kure yawe!» Elisha aramubwira ati «Iyaba nashoboraga kugabirwa incuro ebyiri z'umwuka w'ubuhanuzi ukurimo !»

10Aramubwira ati «Usabye ikintu kiruhije. Numbona mu gihe nzaba njyanywe kure yawe, bizakubera uko ubishaka; niba atari byo, ntibizaba.»

11Bakigenda baganira, igare ry'umuriro n'amafarasi y'umuriro biba biraje, birabatandukanya. Eliya azamuka mu ijuru mu nkubi y'umuyaga.

12Elisha abibonye, atera hejuru agira ati «Mubyeyi! Mubyeyi! Amagare n'amafarasi bya Israheli !» Hanyuma ntiyongera kubona Eliya; nuko afata imyenda ye, ayitanyuramo kabiri.

13Atora umwitero wa Eliya wari waguye, asubira kuri Yorudani, ahagarara ku nkombe zayo.

14Afata wa mwitero, awukubitisha amazi avuga ati «Uhoraho, Imana ya Elisha, ari hehe?» Elisha akubita amazi, amwe ajya ku ruhande rumwe, andi ku rundi, ubwo arambuka.

15Abahanuzi bo mu itorero ry'i Yeriko bamurebaga bamwitegeye, baravuga bati «Umwuka w'ubuhanuzi bwa Eliya winjiye muri Elisha.» Nuko baramusanganira, baramupfukamira, bakoza umutwe ku butaka.

16Baramubwira bati «Muri twe abagaragu bawe, harimo abagabo mirongo itanu b'intwari; emera bajye gushaka shobuja, yenda umwuka w'Uhoraho wamutwaye umujugunya ku musozi cyangwa mu mubande.» Arabasubiza ati «Ntimugire n'umwe mwohereza!»

17Ariko bakomeza guhatiriza kugeza ubwo bamurembeje, arababwira ati «Nimubohereze!» Bohereza ba bantu mirongo itanu bashaka Eliya mu minsi itatu baramubura.

18Bagaruka kwa Elisha wari wasigaye i Yeriko, arababwira ati «Ese sinari nabanje kubabuza kujyayo?»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Elisha i Yeriko n'i Beteli

19Abaturage b'i Yeriko babwira Elisha, bati «Nk'uko databuja abibona, birashimishije gutura muri uyu mugi, ariko kandi amazi y'aho ni mabi kandi n'ubutaka bw'aho burarumba.»

20Arababwira ati «Nimunzanire urweso rushya mushyiremo umunyu!» Bararumuzanira.

21Arasohoka ajya ku isoko y'amazi, ajugunyamo umunyu, avuga ati «Uhoraho aravuze ngo: Nsukuye aya mazi, ntazongere kwicana, ntazongere kurumbya.»

22Kuva ubwo, amazi ntiyongera kurangwaho umwanda kugeza uyu munsi, nk'uko Elisha yari yarabivuze.

23Ava aho ngaho ajya i Beteli. Agenda mu nzira, haza abana bo mu mugi bamuseka, bavuga bati «Genda, wa munyaruhara we! Genda!»

24Elisha arahindukira, arabitegereza, hanyuma abavuma mu izina ry'Uhoraho. Nuko ibirura bibiri bisohoka mu ishyamba, bishwanyaguza abana mirongo ine na babiri muri bo.

25Elisha ava aho ajya ku musozi wa Karumeli, avayo asubira i Samariya.

## Icya kabiri cy'Abami 3

### Yoramu, umwami wa Israheli (852–841)

1Mu mwaka wa cumi n'umunani w'ingoma ya Yozafati, umwami wa Yuda, ni bwo Yoramu mwene Akabu yimye ingoma ya Israheli i Samariya, amara imyaka cumi n'ibiri ku ngoma.

2Yakoze ibidatunganiye Uhoraho, icyakora ntiyari ahwanye na se na nyina, kuko yashenye inkingi y'ibuye se yari yarubakiye Behali.

3Ibyo ari byo byose, yibanze ku cyaha Yerobowamu mwene Nebati yari yarakoresheje Abayisraheli, ntiyakizibukira.

### Ingabo z'Abayisraheli zitera igihugu cya Mowabu

4Mesha, umwami w'i Mowabu, yari umutunzi akajya atura umwami w'Abayisraheli utwana tw'intama ibihumbi ijana n'amapfizi y'intama z'ubwoya bwinshi ibihumbi ijana.

5Ariko Akabu amaze gutanga, umwami w'i Mowabu yagomeye umwami wa Israheli.

6Umwami Yoramu ahita ava i Samariya, akoranya Abayisraheli bose.

7Hanyuma aragenda yohereza intumwa kwa Yozafati, umwami wa Yuda kumubwira ngo «Umwami w'i Mowabu yangomeye, ese ntiwaza tukajya kumurwanya?» Na we arasubiza ati «Nzazamuka; maze jyewe nawe bizatugendekere kimwe, umuryango

wanjye ube nk'uwawe, ingabo zanjye zibe nk'izawe, kandi n'amafarasi yanjye abe nk'ayawe.»

8Yongeraho ati «Tuzaca mu yihe nzira?» Aramusubiza ati «Tuzanyura inzira y'ubutayu bwa Edomu.»

9Umwami wa Israheli, umwami wa Yuda n'uwa Edomu bafata inzira, bagenda iminsi irindwi hanyuma amazi arabura, ingabo zirayabura, kimwe n'amatungo yari abikorereye imitwaro.

10Umwami wa Israheli aravuga ati «Ayiwe! Ko ubanza Uhoraho yadutumije, uko turi abami batatu, ngo atugabize Abamowabu!»

11Yozafati arabaza ati «Nta muhanuzi w'Uhoraho uri hano ngo tumugishe inama y'Uhoraho?» Umwe mu bagaragu b'umwami wa Israheli arabasubiza ati «Hano hari Elisha mwene Shafati wagendanaga na Eliya.»

12Yozafati aravuga ati «Koko ijambo ry'Uhoraho rimurimo.» Uwo mwanya, umwami wa Israheli amanukana na Yozafati n'umwami wa Edomu, basanga Elisha.

13Elisha abaza umwami wa Israheli, ati «Mpuriye he nawe? Sanga abahanuzi ba so na nyoko.» Umwami wa Israheli aramusubiza ati «Oya, kuko Uhoraho yadutumije, uko turi abami batatu, kugira ngo adutererane mu maboko y'Abamowabu.»

14Elisha aravuga ati «Ndahiye Uhoraho, Umugaba w'ingabo nkorera, ko iyo nza kuba ntubaha Yozafati, umwami wa Yuda, wowe simba nkumvise, nta n'ubwo mba nkuroye!

15None ubu nzanira umucuranzi!» Mu gihe wa mucuranzi yacurangaga, ikiganza cy'Uhoraho kiza kuri Elisha.

16Elisha aravuga ati «Uhoraho aravuze ngo: Nibacukure imyobo myinshi kuri iki kibaya!»

17Arongera ati «Uhoraho aravuze ngo: Nta muyaga muzumva uhuha, nta n'imvura muzabona igwa, nyamara iki kibaya kizasendera amazi maze munywe, mwuhire amashyo yanyu n'amatungo abikorereye imitwaro.

18Ariko kandi hari n'ikindi kirenzeho Uhoraho azabakorera: azagabiza Abamowabu mu biganza byanyu!

19Muzasenya imigi yabo yose ikomeye, muzatema ibiti byose byera imbuto ziribwa, muzasiba amasoko yose y'amazi kandi mwangize imirima yose ihinze muyijugunyamo amabuye.»

20Bukeye, isaha yo gutura igitambo igeze, amazi atemba ava muri Edomu, asendera igihugu cyose.

21Abamowabu bose bari bamenye ko abami baje kubatera: ubwo batumira ingabo

zabo zose zimenyereye kurwanisha inkota, ndetse n'abari bararengeje imyaka yo
kurwana, maze bategera ku mupaka.

22Bahagurutse mu gitondo, babona izuba rirasiye ku mazi imbere yabo, ayo mazi
atukura nk'amaraso.

23Nuko barabwirana bati «Ni amaraso! Ni ukuri, ba bami basubiranyemo barwanisha
inkota, none bicanye. Twebwe Bamowabu, reka tujye kwisahurira!»

24Begera ingando y'Abayisraheli. Nuko Abayisraheli barabahindukirana,
barabanesha barahunga. Abayisraheli binjira mu gihugu cya Mowabu, baragitsinda.

25Abayisraheli basenya imigi, buri muntu akajugunya amabuye mu mirima ihinze
barayuzuza, basiba amasoko yose y'amazi, batema ibiti byera imbuto ziribwa,
hasigara gusa inkike z'amabuye z'i Kiri-Heresi, ariko na ho abanyamihumetso
barahagota, barahasenya.

26Umwami w'Abamowabu amaze kubona ko yaneshejwe, afata abagabo magana
arindwi bitwaje inkota, ajyana na bo gutera umwami wa Edomu, ariko
ntibababishobora.

27Noneho afata umuhungu we w'imfura wagombaga kuzamuzungura ku ngoma,
amuturaho igitambo gitwikwa ku nkike y'amabuye yari izengurutse umugi.
Abayisraheli babibonye, baradagadwa, nuko bava i Mowabu basubira mu gihugu
cyabo.

## Icya kabiri cy'Abami 4

### Elisha atabara umugore w'umupfakazi

1Umugore w'umwe mu bagize itorero ry'abahanuzi asanga Elisha, amutakambira
agira ati «Umugaragu wawe ari we mugabo wanjye yarapfuye, kandi uzi ko yubahaga
Uhoraho. None uwo yari abereyemo umwenda yaje gufata abahungu banjye babiri,
ngo abajyane bajye kumukorera imirimo y'uburetwa.»

2Elisha aramusubiza ati «Urumva nagukorera iki? Utunze iki iwawe?» Umugore
aramusubiza ati «Umuja wawe nta cyo atunze imuhira na mba, uretse amavuta make
yo kwisiga.»

3Elisha aramubwira ati «Genda utire inzabya zirimo ubusa mu baturanyi bawe bose,
utire izo uzashobora kubona zose,

4hanyuma uzatahe wikingiranire mu nzu n'abahungu bawe, maze ya mavuta uyasuke
muri za nzabya, urwabya ruzaba rwuzuye urushyire iruhande.»

5Umugore atandukana na Elisha, ageze iwe yinjira mu nzu n'abahungu be, arakinga.
Abana bamuzanira inzabya azisukamo amavuta.

6Inzabya zimaze kuzura, abwira umuhungu we, ati «Nzanira urundi rwabya!»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Umuhungu aramusubiza ati «Nta rundi rwabya rusigaye.» Nuko amavuta ntiyongera gutemba.

7Hanyuma uwo mugore asanga umuntu w'Imana kugira ngo amubwire ibyabaye, na we aramubwira ati «Genda ugurishe ayo mavuta, wishyure umwenda wawe, kandi amavuta azasigara azagutunga wowe n'abahungu bawe.»

### Elisha n'Umushunemukazi

8Umunsi umwe, Elisha yanyuze ku murenge wa Shunemu. Ahasanga umugore ukize, uwo mugore amwingingira kuza iwe ngo afungure. Guhera ubwo, Elisha yahanyura akajyayo gufungura.

9Umugore abwira umugabo we, ati «Nzi ko uriya mugabo uhora aza iwacu ari umuntu w'Imana.

10None tumwubakire icyumba gito hejuru y'inzu yacu ahategamye, tumushyiriremo uburiri, ameza, intebe n'itara, maze naza kudusura, ajye acumbikamo.»

11Umunsi umwe, Elisha agera aho iwabo, bamujyana mu cyumba cyo hejuru aryamamo.

12Abwira umugaragu we Gehazi, ati «Hamagara uwo Mushunemukazi!» Aramuhamagara, ahageze ahagarara imbere ye.

13Elisha abwira umugaragu we, ati «Mubwire ngo: Watweretse ko utwubashye cyane, none twakwitura iki? Ese tuzabwire umwami ineza yawe cyangwa se tuzakuratire umugaba w'ingabo?» Aramusubiza ati «Mbana n'abanjye mu mahoro, nta cyo mbuze.»

14Elisha abaza umugaragu we, ati «Twamukorera iki?» Gehazi aramusubiza ati «Dore nta mwana agira kandi umugabo we arashaje.»

15Elisha aramubwira ati «Muhamagare!» Aramuhamagara, umugore araza ahagarara mu muryango.

16Elisha aramubwira ati «Umwaka utaha nk'iki gihe, uzaba uhagatiye umwana w'umuhungu.» Umugore aramusubiza ati «Oya, shobuja muntu w'Imana, wibeshya umuja wawe!»

17Umugore asama inda, maze mu mwaka ukurikiyeho, cya gihe yavuganagamo na Elisha kigeze, abyara umwana w'umuhungu, nk'uko Elisha yari yabimubwiye.

### Urupfu rw'umwana w'Umushunemukazi

18Umwana arakura. Umunsi umwe asanga se mu basaruzi.

19Aramutakira avuga ati «Ndwaye umutwe! Ndwaye umutwe!» Se abwira umugaragu we, ati «Mushyire nyina!»

20Umugaragu aramujyana, amushyikiriza nyina. Nyina aramukikira, ariko agejeje saa

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

sita arapfa.

21 Nyina arazamuka amurambika ku buriri bwa wa muntu w'Imana, hanyuma aramukingirana arisohokera.

22 Ahamagara umugabo we, aramubwira ati «Ndagusabye, nyohererereza umwe mu bagaragu n'imwe mu ndogobe, ndagira ngo nyarukire kwa wa muntu w'Imana ngaruke.»

23 Umugabo aramubaza ati «Ni kuki ushaka kujya iwe uyu munsi, kandi atari ku mboneko y'ukwezi cyangwa kuri sabato ?» Aramusubiza ati «Wihagarika umutima!»

24 Umugore ategeka ko bamutegurira icyicaro ku ndogobe, maze abwira umugaragu we, ati «Nyobora tugende, ariko ntumpagarike mu nzira ntabikubwiye!»

25 Aragenda asanga umuntu w'Imana ku musozi wa Karumeli. Umuntu w'Imana amurabutswe akiri kure, abwira umugaragu we Gehazi, ati «Nguriya wa Mushunemukazi!

26 Ihute umusanganire maze umubaze uti 'Amakuru ki? Umugabo wawe araho? Umwana ameze neza?'» Umugore aramusubiza, ati «Byose ni amahoro.»

27 Ageze ku muntu w'Imana aho yari ku musozi, amufata ibirenge. Gehazi amwegereye ngo amusunike, umuntu w'Imana aramubuza, agira ati «Mureke kuko afite agahinda, ariko Uhoraho yabimpishe, ntiyabimenyesheje.»

28 Umugore aravuga ati «Hari ubwo ari jye wisabiye databuja umwana w'umuhungu? Sinari nakubwiye nti reka kumbeshya?»

29 Elisha abwira Gehazi, ati «Kenyera, ufate inkoni yanjye mu ntoki maze ugende; nuhura n'umuntu ntumuramutse kandi nihagira ukuramutsa ntumusubize. Iyi nkoni yanjye uzayishyira ku ruhanga rw'umwana.»

30 Nuko nyina w'umwana aravuga ati «Nkurahiye Uhoraho n'ubuzima bwawe, singusiga.» Elisha arahaguruka aramukurikira.

31 Ubwo Gehazi yari yababanje imbere, ashyira inkoni ku ruhanga rw'umwana, ariko ntihagira ijwi cyangwa se ikindi kimenyetso kiboneka cy'ubuzima. Gehazi aragaruka ahura na Elisha, amubwira ibyabaye, avuga ati «Umwana ntiyakangutse.»

### Elisha azura umwana

32 Elisha ageze mu nzu, asanga koko umwana yapfuye, aryamye ku buriri bwe.

33 Arinjira, yikingirana mu nzu hamwe n'umwana, asenga Uhoraho.

34 Hanyuma yubama ku mwana ahuje umunwa we n'uw'umwana, amaso ku yandi n'ibiganza ku bindi; akomeza kumwubararaho, umurambo w'umwana urasusuruka.

35 Elisha amanuka mu nzu, arigenzagenza, akubita hirya, akubita hino, hanyuma

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

yongera kuzamuka arambarara hejuru y'umwana kugeza ku ncuro ndwi. Ni bwo
umwana yitsamuye, abumbura amaso.

36 Elisha ahamagara Gehazi, aramubwira ati «Hamagara uwo Mushunemukazi.»
Aramuhamagara. Yitabye, Elisha aramubwira ati «Jyana umwana wawe!»

37 Umugore yunama ku birenge bya Elisha, akoza umutwe ku butaka, hanyuma afata
umwana we arasohoka.

### Isupu itanyobwa

38 Elisha asubira i Giligali, ubwo inzara yacaga ibintu mu gihugu. Kubera ko abahanuzi
bo mu itorero ry'aho bari bicaye imbere ye, yabwiye umugaragu we, ati «Shyira
inkono nini ku ziko, maze uteke isupu y'abahanuzi.»

39 Umwe muri abo bahanuzi ajya ku gasozi gusoroma imboga. Abona umutanga wo
mu ishyamba, awusoromaho ibihaza yuzuza umwenda we arataha, arabikeka,
abishyira muri ya nkono, nta muntu n'umwe umenye ibyo ari byo.

40 Bagaburira abantu, ariko bagisoma kuri iyo supu, batera hejuru bati «Iyi supu irimo
uburozi, muntu w'Imana!» Ntibaba bagishoboye kurya.

41 Umuntu w'Imana arababwira ati «Nimuzane ifu!» Barayimuzanira ayishyira mu
nkono, hanyuma aravuga ati «Nimwarurire abantu barye!» Basanga nta kibi kikiri
mu nkono.

### Ituburwa ry'imigati

42 Haza umuntu aturutse i BehaliShalisha, azanira umuntu w'Imana ibiryo
by'umuganura: byari imigati makumyabiri y'ifu y'ingano n'umufuka umwe wuzuye
ingano zigisarurwa. Elisha aravuga ati «Nimubigaburire abantu barye!»

43 Umugaragu we aramusubiza ati «Nashobora nte kubigaburira abantu ijana?»
Aramusubiza ati «Bibagaburire barye, kuko Uhoraho avuze ngo bazarya kandi
basigaze!»

44 Umugaragu agaburira abantu, bararya kandi baranabisigaza, nk'uko Uhoraho yari
yabivuze.

## Icya kabiri cy'Abami 5

### Nahamani akira ibibembe

1 Nahamani, umugaba w'ingabo z'umwami wa Aramu, yari umuntu wemerwa cyane
na shebuja, ari umutoni we, kuko ari we Uhoraho yakoresheje agaha Aramu gutsinda.
Ariko uwo mugabo w'intwari yari umubembe.

2 Umunsi umwe Abaramu bari bateye mu gihugu cya Israheli bagiye kunyaga,
bahavana umwana w'umukobwa ari imbohe, bamushyira umugore wa Nahamani
amugira umuja we.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Abwira nyirabuja, ati «Yewe, iyaba databuja yashoboraga gusanga umuhanuzi w'i
Samariya! Nta kabuza yamukiza ibibembe bye.»

4Nahamani ajya kumenyesha shebuja amagambo umukobwa waturutse mu gihugu
cya Israheli yavuze.

5Umwami wa Aramu aramubwira ati «Genda! Ndandikira umwami wa Israheli
ibaruwa.» Nahamani aragenda, ajyana amatalenta cumi ya feza, amasikeli ibihumbi
bitandatu ya zahabu, n'imyambaro cumi yo kujya ahindura.

6Ashyikiriza umwami wa Israheli urwandiko rwavugaga ngo «Mu gihe uru rwandiko
ruzaba rukugezeho, uzamenye ko nkohereje umugaragu wanjye Nahamani, kugira
ngo umukize ibibembe arwaye.»

7Umwami amaze gusoma urwo rwandiko, ashishimura imyambaro ye, avuga ati «Ese
ndi Imana yica kandi igakiza, kubona uriya mugabo anyohereza umuntu ngo
muvure ibibembe? Nimumenye neza kandi mubirebe: arashaka kunyendereza!»

8Elisha, umuntu w'Imana, amaze kumenya ko umwami wa Israheli yashishimuye
imyambaro ye, amutumaho agira ati «Ni iki cyatumye ushishimura imyambaro
yawe? Nyohereza Nahamani uwo, maze azamenye ko muri Israheli hari
umuhanuzi!»

9Nahamani azana n'amafarasi ye n'igare rye, maze ahagarara mu muryango w'inzu
ya Elisha.

10Elisha amutumaho umuntu wo kumubwira ngo «Genda! Wiyuhagire muri
Yorudani incuro ndwi, uri busubirane umubiri mutaraga, maze ukire ibibembe.»

11Nahamani ararakara, agenda avuga ati «Nibwiraga ko ari busohoke, akajya
ahagaragara maze akambaza izina ry'Uhoraho, Imana ye, agashyira ikiganza cye
aharwaye akankiza ibibembe.

12Ese imigezi y'i Damasi, ari yo Ebana na Paripari, ntitambutse kure amazi yose ya
Israheli? Sinashoboraga se kwiyuhagiramo ngakira?» Arahindukira agenda arakaye.

13Abagaragu baramusanga, bamubwira bati «Mubyeyi! Iyaba umuhanuzi
yagutegetse gukora ikintu gikomeye, ntuba wagikoze? Nkanswe kukubwira ngo
genda wiyuhagire urakira!»

14Nuko Nahamani aramanuka ajya kuri Yorudani, yibira mu mazi incuro ndwi nk'uko
yabitegetswe n'umuntu w'Imana. Umubiri we uhinduka nk'uw'umwana muto, maze
akira ibibembe.

15Nahamani asubira ku muntu w'Imana, abantu be bamushagaye. Agezeyo arinjira,
amuhagarara imbere, maze aramubwira ati «Noneho menye ko nta Mana iriho ku isi
hose, keretse muri Israheli. Ndakwinginze, emera wakire ituro jyewe umugaragu
wawe ngutuye.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16Elisha aramusubiza ati «Nkurahiye Uhoraho nkorera, nta kintu na kimwe nakira!» Nahamani akomeza kumwinginga, ariko undi aranga.

17Nahamani aramubwira ati «Ubwo utabyemeye, umpe jyewe umugaragu wawe, imitwaro y'ibitaka yahekwa n'inyumbu ebyiri, kuko umugaragu wawe nta zindi mana azongera guha amaturo no gutura ibitambo bitwikwa, atari Uhoraho.

18Nyamara nizeye ko Uhoraho azajya ambabarira iki kintu kimwe: databuja umwami nazajya yinjira mu ngoro ya Rimoni imana yacu ngo ayiramye, azagenda yishingikirije ku kuboko kwanjye; ubwo se jyewe nazakwirinda nte kunamira Rimoni kandi nzaba ndi iruhande rw'umwami mu ngoro? Uhoraho azababarire umugaragu we kuri icyo gikorwa!»

19Elisha aramusubiza ati «Genda amahoro.»

### Gehazi abemba

Nahamani amaze kugera kure gato ya Elisha,

20Gehazi, umugaragu wa Elisha umuntu w'Imana, aribwira ati «Databuja yagiriye ubuntu uriya Nahamani w'Umwaramu yanga kwakira amaturo amuhaye. Ndahiye Uhoraho, ndirutse mushyikire, maze agire icyo anyihera.»

21Gehazi akurikira Nahamani. Nahamani abonye amwirukaho, amanuka vuba ku igare rye, aramusanganira maze aramubaza ati «Ni amahoro?»

22Undi aramusubiza ati «Ni amahoro.» Ati «Databuja anyohereje kukubwira ngo aka kanya haje abahungu babiri bo mu bahanuzi baturutse ku musozi wa Efurayimu, ngo arakwinginze ubamuhere italenta imwe ya feza n'imyambaro ibiri yo guhindura.»

23Nahamani aramubwira ati «Akira amatalenta abiri.» Aramuhata, afata amatalenta abiri ya feza n'imyenda ibiri yo guhindura, abihambira mu mifuka ibiri ayikorera abagaragu be, kugira ngo babitwaze Gehazi.

24Bageze kuri Ofeli , Gehazi yaka imifuka ba bagabo babiri, ayishyira iwe, arabasezerera barataha.

25We aza kwa shebuja. Elisha aramubaza ati «Uraturuka he, Gehazi?» Aramusubiza ati «Nta ho umugaragu wawe yigeze ajya.»

26Elisha aramubwira ati «Ese, umutima wanjye ntiwari kumwe nawe, igihe umuntu yamanukaga vuba ku igare rye aje kugusanganira? Ese bikumariye iki kwakira feza, imyambaro, imitini, imizabibu, impfizi z'intama n'iz'inka, abagaragu n'abaja,

27kandi ugiye gufatwa n'ibibembe bya Nahamani, ukazabirwara wowe n'urubyaro rwawe bikababaho akarande?» Gehazi atandukana na Elisha, maze umubiri we ugenda wera nk'urubura kubera ibibembe.

## Icya kabiri cy'Abami 6

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Ishoka yatakaye

1Abahanuzi babwira Elisha, bati «Umwanya twicaramo hano imbere yawe ni muto cyane.

2Twemerere tujye kuri Yorudani, buri muntu akureyo igiti maze twiyubakire hano ahantu tuzajya twicara.» Arabasubiza ati «Nimugende!»

3Umwe muri bo aramubwira ati «Ndakwinginze, emera kujyana n'abagaragu bawe.» Aramusubiza ati «Yego, ndaje.»

4Nuko barajyana, bagera kuri Yorudani, batema ibiti.

5Mu gihe umwe muri bo agitema igiti cye, ishoka irakuka igwa mu mazi. Atera hejuru ataka, ati «Ayiwe, shobuja, ko iriya shoka yari intirano!»

6Umuntu w'Imana aramubaza ati «Iguye he?» Arahamwereka. Elisha atema agashami ku giti, akajugunya mu mazi, ishoka irareremba.

7Elisha aramubwira ati «Yikurure uyizane!» Umugabo arambura ukuboko, arayisingira.

### Elisha afata mpiri abasirikare b'Abaramu

8Umwami wa Aramu yarwanaga n'Abayisraheli, noneho ajya inama n'abagaragu be, aravuga ati «Hariya ni ho hazaba ingando yanjye»,

9ariko umuntu w'Imana atuma ku mwami w'Abayisraheli, ati «Wirinde kunyura hariya hantu kuko ari ho Abaramu bamanukiye bajya kugutera.»

10Umwami w'Abayisraheli yohereza abantu ha handi umuntu w'Imana yavuze. Elisha yaburiraga umwami kugira ngo yitegure, nuko abigira incuro nyinshi.

11Umwami wa Aramu ahagarika umutima cyane. Atumira abagaragu be, arababaza ati «Ntimwambwira umuntu muri twe ufatanyije n'umwami w'Abayisraheli?»

12Umwe mu bagaragu be aramusubiza ati «Nta we, shobuja mwami, ahubwo Elisha, umuhanuzi wo muri Israheli, ni we ushobora kubwira umwami wa Israheli ibyo uvugira mu cyumba cyawe.»

13Arababwira ati «Nimugende murebe aho ari, maze noherezeyo abamufata.» Baramusubiza bati «Ari i Dotani.»

14Umwami yohereza amafarasi, amagare n'ingabo z'abasirikare zihagije, bagezeyo nijoro, bagota uwo mugi.

15Umugaragu w'umuntu w'Imana azinduka kare mu gitondo, arasohoka abona ingabo z'abasirikare, n'amafarasi, n'amagare bigose umugi. Abwira Elisha, ati «Shobuja, turabigenza dute?»

16Aramusubiza ati «Witinya, ingabo zacu ziruta ubwinshi izabo.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17Elisha asenga, agira ati «Uhoraho, muhumure amaso arebe!» Uhoraho ahumura amaso y'uwo mugaragu, arareba abona umusozi wuzuye amafarasi n'amagare by'umuriro, bikikije Elisha!

18Ingabo z'Abaramu zisanga Elisha; na we asaba Uhoraho muri aya magambo: «Huma amaso ya ziriya ngabo!» Uhoraho azihuma amaso nk'uko Elisha yabisabye.

19Elisha aravuga ati «Iyi si yo nzira mugomba kunyuramo, si na wo mugi mwoherejwemo. Nimunkurikire, ndabageza ku muntu mushaka.» Aherako abajyana i Samariya.

20Bakigera i Samariya, Elisha asenga, avuga ati «Uhoraho, humura amaso y'aba bantu maze babone!» Uhoraho abahumura amaso, barebye basanga bari mu mugi wa Samariya rwagati.

21Umwami wa Israheli ababonye abwira Elisha, ati «Mubyeyi, mbice?»

22Aramusubiza ati «Wibica! Ufite se akamenyero ko kwica abo watsindishije inkota n'imiheto ukabagira imfungwa? Ahubwo bahe umugati n'amazi, barye kandi banywe hanyuma basange shebuja.»

23Umwami abatekeshereza ibyo kurya byinshi, bararya kandi baranywa. Hanyuma arabasezerera basubira kwa shebuja. Kuva ubwo ingabo z'Abaramu zimara igihe zitongeye gutera igihugu cya Israheli.

### Inzara itera i Samariya

24Nyuma y'ibyo, Beni-Hadadi, umwami wa Aramu, akoranya ingabo ze zose, maze arazamuka bajya kugota Samariya.

25Hatera inzara ikaze muri Samariya. Umugi uragotwa ku buryo umutwe w'indogobe waguraga amasikeli mirongo inani ya feza, n'icya kane cy'igipimo cy'amahurunguru y'inuma kikagurwa amasikeli atanu ya feza.

26Rimwe, umwami wa Israheli anyura ku nkike z'amabuye zizengurutse umugi, nuko umugore aza amutakambira, agira ati «Ntabara, shobuja mwami!»

27Umwami aramusubiza, ati «Niba Uhoraho atakurengeye, jye nagutabaza iki? Ngutabaze se ingano zo ku mbuga, cyangwa se ibinyobwa byo mu rwengero?»

28Umwami yongera kumubaza, ati «Urashaka iki?» Undi aramusubiza ati «Uriya mugore yarambwiye ngo 'Zana umwana wawe tumurye none, uwanjye tuzamurya ejo'.

29Twatekesheje umwana wanjye turamurya; ku munsi ukurikiyeho musabye kuzana uwe ngo tumurye, ajya kumuhisha.»

30Umwami amaze kumva amagambo y'uwo mugore, ashishimura imyenda ye, kandi bitewe n'uko yagendaga hejuru y'inkike z'amabuye, imbaga y'abantu ibona ko


© 2012, Bible Society of Rwanda.

yambaye ibigunira ku mubiri, imbere y'imyambaro ye.

31Nuko aravuga ati «Imana inkorere uko ishaka, niba uyu munsi nimugoroba, Elisha
mwene Shafati ntamucishije umutwe!»

### Elisha ahanura ishira ry'inzara

32Elisha yari yicaye iwe akikijwe n'abakuru b'umugi, nuko umwami amutumaho umwe mu bagaragu be. Intumwa itaramugeraho, Elisha abwira abakuru, ati «Nimurebe! Dore wa mwana w'umwicanyi anyoherejeho umuntu wo kunca igihanga. Intumwa nigera hano, muhite mukinga urugi muyibuze kwinjira. Ubundi se ntimwumva namwe imirindi ya shebuja uje amukurikiye?»

33Akivuga ibyo, umwami ubwe aba arahageze, maze aramubwira ati «Ko ibi byago
twabitejwe n'Uhoraho, namwizeraho iki kindi?»

## Icya kabiri cy'Abami 7

1Elisha arasubiza ati «Nimwumve ijambo ry'Uhoraho. Aravuze ngo: Ejo nk'iki gihe, ku irembo rya Samariya incuro imwe y'ifu izagura sikeli imwe, incuro ebyiri z'ingano na zo zigure sikeli imwe.»

2Umufasha w'umwami, ari na we yegamiraga, abaza umuntu w'Imana, ati «N'aho Uhoraho yafungura amadirishya y'ijuru, ese byaba nk'uko ubivuze?» Elisha aramusubiza ati «Uzabirebesha amaso yawe bwite, ariko ntuzabiryaho.»

### Abaramu bahunga ingando yabo

3Hari ababembe bane ku irembo ry'umugi. Baravugana bati «Kuki twaguma hano kugeza igihe tuzapfira?

4Nituvuga tuti 'Twinjire mu mugi, tuzahasanga inzara itwice, kandi nituguma hano, na bwo tuzapfa. Nimuze tujye mu ngando y'Abaramu; nibatwihorera tuzabaho, kandi nibatwica tuzapfe!»

5Ku mugoroba w'akabwibwi, barahaguruka bajya mu ngando y'Abaramu, bahageze barayizenguruka yose, basanga nta muntu n'umwe uyirimo.

6Koko rero, Uhoraho yari yateje Abaramu kumva urusaku rw'amagare, urw'amafarasi n'urw'ingabo nyinshi, noneho Abaramu barabwirana bati «Umwami wa Israheli yaguriye abami b'Abaheti n'abami ba Misiri kugira ngo badutere.»

7Ubwo nimugoroba mu kabwibwi Abaramu barahaguruka, barahunga. Bata amahema yabo n'amafarasi n'indogobe byabo, basiga ingando uko yakabaye, barahunga bagira ngo bakize amagara yabo.

8Ba babembe bamaze kuzenguruka ingando yose, binjira mu ihema rimwe bararya kandi baranywa, hanyuma bakuramo feza, zahabu n'imyambaro, bajya kubihisha. Barahindukira binjira mu rindi hema, bakuramo ibindi byarimo, na byo bajya

kubihisha.

### Umugi wa Samariya urenganurwa

9 Ba babembe barabwirana bati «Ibi dukora ntibikwiriye. Uyu munsi ni uw'inkuru nziza tutagomba kwihererana. Niba nta cyo tuvuze tugategereza ko bucya, tuzahanwa. Nimuze tugende twinjire mu mugi tubimenyeshe abo mu rugo rw'umwami.»

10 Baragenda; bageze mu mugi bahamagara abarinzi b'irembo ry'umugi, barababwira bati «Twagiye mu ngando y'Abaramu, dusanga nta muntu n'umwe uyirimo, nta jwi ry'umuntu riharangwa, uretse gusa amafarasi n'indogobe biziritse, kandi amahema ari uko yakabaye.»

11 Abo barinzi b'irembo bahamagara abari mu ngoro y'umwami, babamenyesha iyo nkuru.

12 Nuko umwami arabyuka mu gicuku, abwira abagaragu be, ati «Mureke mbasobanurire umutego Abaramu baduteze: bamenye ko twishwe n'inzara, basohoka mu ngando yabo bajya kwihisha ku musozi, bibwira bati 'Nibasohoka bava mu mugi wabo turabafata mpiri, maze tugende twinjire mu mugi wabo.'»

13 Umwe mu bagaragu aramusubiza ati «Dufate amafarasi atanu mu yasigaye mu mugi — ubundi bwo ntagiye gushira nk'ayandi yose? — maze tuyohereze turebe.»

14 Bafata amagare abiri n'amafarasi yayo, umwami arabohereza ngo bakurikire ingabo z'Abaramu, avuga ati «Nimugende murebe!»

15 Barazikurikira kugera ubwo bageze kuri Yorudani, basanga inzira yose yuzuye imyambaro n'ibindi bintu ingabo z'Abaramu zataye kubera guhunga zihuta cyane. Intumwa zigaruka kubwira umwami ibyo zabonye.

16 Nuko imbaga y'abantu irasohoka ijya gusahura ibyo mu ngando y'Abaramu: bagurisha incuro imwe y'ifu sikeli imwe, n'incuro ebyiri z'ingano bazigurisha sikeli imwe, nk'uko Uhoraho yari yabivuze.

17 Umwami yari yafashe umutware yegamiraga, amushyira ku irembo ry'umugi ngo aririnde, ariko abantu barahamunyukanyukira arapfa, nk'uko umuntu w'Imana yari yarabivuze, igihe umwami aje kumuganiriza.

## Icya kabiri cy'Abami 8

### Iherezo ry'inkuru y'Umushunemukazi

1 Elisha yari yarabwiye wa mugore yazuriye umwana, ati «Haguruka ugende, wowe n'umuryango wawe, musuhukire aho muzabona hose, kuko Uhoraho ateje inzara izamara imyaka irindwi mu gihugu!»

2 Umugore arahaguruka abigenza uko umuntu w'Imana yari yamubwiye: aragenda


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ajyana n'abo mu rugo rwe, basuhukira mu gihugu cy'Abafilisiti, bamarayo imyaka irindwi.

3Imyaka irindwi irangiye, umugore ava mu gihugu cy'Abafilisiti, asanga umwami wa Israheli, amubwira amutakambira ku byerekeye inzu ye n'imirima ye.

4Muri uwo mwanya, umwami yavuganaga na Gehazi, umugaragu w'umuntu w'Imana, aramubwira ati «Ntekerereza ibintu byose bitangaje Elisha yakoze!»

5Gehazi atekerereza umwami ukuntu Elisha yazuye umwana wari wapfuye; mu gihe akibimubwira haza wa mugore n'umwana we Elisha yazuye!

6Umwami abibaza uwo mugore, arabimutekerereza. Nuko umwami ahamagaza umwe mu batware be, aramubwira ati «Hesha uyu mugore ibye byose n'umusaruro wose wavuye mu mirima ye, uhereye ku munsi yaviriye muri iki gihugu kugera ubu agarutse.»

### Elisha na Hazayeli

7Elisha ajya i Damasi mu gihe Beni-Hadadi, umwami wa Aramu, yari arwaye. Babwira umwami, bati «Umuntu w'Imana yaje hano.»

8Umwami abwira Hazayeli , ati «Fata amaturo maze uyashyire umuntu w'Imana, umunsabire kumbariza Uhoraho niba nzakira iyi ndwara.»

9Hazayeli ajya kureba Elisha, ajyana amaturo avuye mu byiza byose biri i Damasi, ayo maturo yari imizigo ihetswe n'ingamiya mirongo ine. Amugezeho amuhagarara imbere, maze aramubwira ati «Umwana wawe Beni-Hadadi, umwami wa Aramu, akuntumyeho ngo nkubaze niba azakira indwara arwaye.»

10Elisha aramusubiza ati «Genda umubwire ngo: Uzakira nta kabuza, ariko mu by'ukuri, Uhoraho yanyeretse ko agomba gupfa.»

11Hanyuma umuntu w'Imana aramutumbira ubutanyeganyega, ararira.

12Hazayeli arabaza ati «Databuja ararizwa n'iki?» Elisha aramusubiza ati «Ndarizwa n'uko menye ibibi uzakorera Abayisraheli: uzatwika amazu yabo, wicishe inkota abana babo b'abasore, utwana duto uduhonyore, abagore babo batwite ubafomoze.»

13Hazayeli aravuga ati «Jye umugaragu wawe, imbwa itagira icyo imaze, nashobora nte gukora bene ibyo?» Elisha aramusubiza ati «Uhoraho yanyeretse ko uzaba umwami w'Abaramu.»

14Nuko Hazayeli asezera kuri Elisha, asanga shebuja. Beni-Hadadi aramubaza ati «Elisha yakubwiye iki?» Hazayeli aramusubiza ati «Yambwiye ko uzakira nta kabuza.»

15Bukeye Hazayeli afata uburingiti, abwinika mu mazi, abupfukisha umwami. Umwami aratanga, Hazayeli amuzungura ku ngoma.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Yoramu, umwami wa Yuda (848–841)
(2 Matek 21,2–20)

16Yoramu mwene Yozafati yimye ingoma muri Yuda, mu mwaka wa gatanu w'ingoma ya Yoramu mwene Akabu, umwami wa Israheli.

17Yimitswe amaze imyaka mirongo itatu n'ibiri avutse, amara imyaka munani ari ku ngoma i Yeruzalemu.

18Yakurikiye inzira mbi y'abami ba Israheli agenza nk'abo mu nzu ya Akabu muri byose, kuko yari yarashatse umukobwa wa Akabu. Yakoze ibidatunganiye Uhoraho.

19Ariko Uhoraho ntiyashaka kurimbura Yuda agiriye umugaragu we Dawudi, kuko yamusezeranyije kutavana abazamukomokaho ku ntebe y'ubwami i Yeruzalemu.

20Ku gihe cye, Edomu igomera Yuda, yiyimikira uwayo mwami.

21Yoramu ajya i Sayiri hamwe n'amagare ye yose. Abanyedomu barahamugotera, we n'abatware b'amagare be, nyamara mu gicuku Yoramu abacamo icyuho, abantu be barahunga basubira iwabo.

22Bityo, Abanyedomu bagomera Yuda kugeza na n'ubu. Icyo gihe Libuna na yo iragoma.

23Ibindi bigwi bya Yoramu, ibyo yakoze byose, ntibyanditswe se mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Yuda?

24Yoramu aratanga, asanga abasekuruza be, umurambo we ushyingurwa hamwe n'abasekuruza be, mu Murwa wa Dawudi. Umuhungu we Okoziya aramuzungura.

## Okoziya, umwami wa Yuda (841)
(2 Matek 22,1–6)

25Okoziya mwene Yoramu yimye ingoma muri Yuda, mu mwaka wa cumi n'ibiri w'ingoma ya Yoramu mwene Akabu, umwami wa Israheli.

26Yimitswe amaze imyaka makumyabiri n'ibiri avutse, amara umwaka umwe ari ku ngoma i Yeruzalemu. Nyina yitwaga Ataliya, umukobwa wa Omari, umwami wa Israheli.

27Yakurikiye inzira mbi yo mu muryango wa Akabu, kandi akora ibidatunganiye Uhoraho nk'uko abo mu nzu ya Akabu bagenzaga, kuko yari mwishywa wabo.

28Atabarana na Yoramu mwene Akabu batera Hazayeli, umwami wa Aramu, barwanira i Ramoti y'i Gilihadi. Abaramu bakomeretsa Yoramu.

29Umwami Yoramu ajya i Yizireyeli kwivurizayo ibikomere yari yatewe n'Abaramu, ubwo yarwaniraga i Rama na Hazayeli, umwami wa Aramu. Nuko Okoziya mwene Yoramu, umwami wa Yuda, aramanuka ajya i Yizireyeli gusura Yoramu mwene Akabu, wari wakomeretse.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Icya kabiri cy'Abami 9

### Yehu atorerwa kuba umwami wa Israheli

1Umuhanuzi Elisha ahamagara umwe wo mu itorero ry'abahanuzi, aramubwira ati «Kenyera, ufate aka kabya k'amavuta mu ntoki, maze ujye i Ramoti y'i Gilihadi.

2Nugerayo, uzakore uko ushoboye ugere kuri Yehu mwene Yozafati, umuhungu wa Nimushi. Uzinjire mu nzu ye; umuhagurutse umukure mu bavandimwe be, maze umujyane mu cyumba cyitaruye.

3Uzafate aka kabya k'amavuta, uyamusuke ku mutwe, uvuga uti 'Uhoraho aravuze ngo: Ngusize aya mavuta ngo ube umwami wa Israheli!' Hanyuma uzafungure urugi uhite uhunga nta gutinda.»

4Umusore w'umuhanuzi aragenda ajya i Ramoti y'i Gilihadi.

5Agezeyo, asanga abagaba b'ingabo bicaye. Aravuga ati «Mfite ijambo nkubwira, Mutware!» Yehu aramubaza ati «Ni nde muri twe ushaka kubwira?» Aramusubiza ati «Ni wowe, Mutware!»

6Yehu arahaguruka, binjirana mu nzu. Umusore amusuka amavuta ku mutwe, avuga ati «Uhoraho, Imana ya Israheli, aravuze ngo 'Nkwimikishije aya mavuta ngo ube umwami w'Abayisraheli, umuryango wanjye.

7Uzica abo mu nzu ya shobuja Akabu, kandi abagaragu banjye b'abahanuzi n'abagaragu bose b'Uhoraho bishwe na Yezabeli, nzamuryoza amaraso yabo.

8Inzu yose ya Akabu izarimburwa kandi nzamaraho abantu b'igitsinagabo bo kwa Akabu, baba ari abacakara cyangwa se abantu bigenga muri Israheli.

9Inzu ya Akabu nzayihindura nk'iya Yerobowamu mwene Nebati, imere kandi nk'iya Bayesha mwene Ahiya.

10Naho Yezabeli we, imbwa zizamurira mu murima w'i Yizireyeli, nta n'umuntu n'umwe uzamuhamba.'» Nuko akingura urugi arahunga.

11Yehu arasohoka, asanga abagaragu ba shebuja. Baramubaza bati «Amakuru ni meza? Wa mugabo w'umusazi yagushakiraga iki?» Arabasubiza ati «Namwe muzi bene abo bagabo n'uburondogozi bwabo!»

12Baramubwira bati «Uratubeshya! Tubwire uko byagenze!» Arabasubiza ati «Dore ibyo yambwiye byose: ngo Uhoraho yavuze ngo 'Nkwimikishije aya mavuta ngo ube umwami w'Abayisraheli.'»

13Bihutira gufata buri wese umwambaro we, bayisasa aho yari ahagaze ku madarajya. Maze bavuza ihembe, bavuga bati «Yehu yabaye umwami!»

### Yehu yica Yoramu, umwami wa Israheli

14Icyo gihe umwami Yoramu afatanyije n'Abayisraheli bose, bari i Ramoti y'i Gilihadi,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bayirinze Hazayeli umwami w'Abaramu.

15Yehu, mwene Yozafati, mwene Nimushi, aza kumugambanira yasubiye i Yizireyeli kwivuza ibikomere yari yatewe n'Abaramu, igihe yarwanaga na Hazayeli, umwami wabo. Yehu aravuga ati «Niba mwiyemeje kwifatanya nanjye, ntihagire umuntu n'umwe usohoka mu mugi ngo ajye muri Yizireyeli kuvuga ibyabaye!»

16Yehu yurira igare rye ajya i Yizireyeli. Ubwo Yoramu yari aryamye, kandi Okoziya, umwami wa Yuda, na we yari ahari yaje kumusura.

17Umunetsi wari uhagaze ku munara wa Yizireyeli, abonye ingabo za Yehu zije, aravuga ati «Mbonye igitero cy'ingabo!» Yoramu aramubwira ati «Fata umuntu ugendera ku ifarasi, umwohereze abasanganire, maze ababaze niba bazanywe n'amahoro.»

18Uwo muntu ugendera ku ifarasi arabasanganira, maze arababaza ati «Umwami aravuze ngo 'Mbese muragenzwa n'amahoro?'» Yehu aramusubiza ati «Ibyo bigushishikarije iki? Hindukira unkurikire!» Umunetsi ajya kuvuga ko intumwa yahuye na bo ikaba itagarutse.

19Umwami yohereza undi muntu ugendera ku ifarasi, ahura na bo arababwira ati «Umwami arabajije ngo 'Mbese muragenzwa n'amahoro?'» Yehu aramusubiza ati «Ibyo bigushishikarije iki? Hindukira unkurikire!»

20Wa munetsi amenyesha umwami, ati «Intumwa ya kabiri na yo yabagezeho ntiyagaruka. Ingendo y'uwo muntu irasa n'iya Yehu, mwene Nimushi, kuko agenda yihuta cyane nk'umusazi.»

21Yoramu aravuga ati «Nibantunganyirize igare.» Bararitunganya. Yoramu, umwami wa Israheli, na Okoziya, umwami wa Yuda, bajya ku magare yabo basanganira Yehu, bamusanga mu murima wa Naboti w'i Yizireyeli.

22Yoramu agikubita amaso Yehu, aramubaza ati «Ni amahoro, Yehu we?» Yehu aramusubiza ati «Yaba ari amahoro gute, kandi nyoko Yezabeli agikomeza gushyigikira ubusambanyi n'ubupfumu butagira ingano?»

23Yoramu ahindukiza ifarasi ye arahunga; abwira Okoziya, ati «Okoziya, twagambaniwe!»

24Yehu wari wafashe umuheto we, arafora arasa Yoramu mu gihumbi, umwambi umuhinguranya umutima, nuko atembagara mu igare rye.

25Yehu abwira umufasha we Bidukari, ati «Mukure muri iryo gare, umujugunye mu murima wahoze ari uwa Naboti w'i Yizireyeli. Wibuke ko igihe jye nawe twari hamwe mu igare tugenda dukurikiye se Akabu, Uhoraho yamushyizeho iki gihano;

26yaravuze ati 'Nabonye ukuntu wamennye amaraso ya Naboti n'ay'abana be; none ubu n'amaraso yawe azamenwa muri uyu murima, bivuzwe n'Uhoraho.'» Yehu


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

yongeraho ati «Terura Yoramu umujugunye muri uyu murima, bibe nk'uko byavuzwe n'Uhoraho.»

### Yehu yicisha Okoziya, umwami wa Yuda

(2 Matek 22,6–9)

27Okoziya, umwami wa Yuda, abibonye, ahungira mu nzira igana i Betigani. Yehu aramukurikira, aravuga ati «Na we mumwice !» Bamutikurira mu igare rye, mu nzira izamuka igana i Guri hafi ya Yibuleyamu. Ahungira i Megido agwayo.

28Abagaragu be bamutwara mu igare bamujyana i Yeruzalemu, bamuhamba mu mva y'abasekuruza be, mu Murwa wa Dawudi.

29Okoziya yari yarimye ingoma muri Yuda mu mwaka wa cumi n'umwe w'ingoma ya Yoramu, mwene Akabu.

### Yehu yicisha umwamikazi Yezabeli

30Yehu agiye kwinjira muri Yizireyeli, Yezabeli aba yabimenye. Yisiga imiti ku maso, asokoza imisatsi, maze arungurukira mu idirishya.

31Mu gihe Yehu yanyuraga mu irembo ry'umugi, Yezabeli aramubaza ati «Ni amahoro, Zimiri, wowe wishe shobuja?»

32Yehu yubura amaso areba mu idirishya, maze arabaza ati «Uwifatanyije nanjye ni nde?» Nuko abagabo babiri cyangwa batatu b'abakone bamurungurukira mu idirishya.

33Arababwira ati «Nimumujugunye hasi!» Barahamujugunya. Amaraso ye atarukira ku rukuta rw'inzu no ku mafarasi, Yehu araza aramuribata.

34Yehu yinjira mu nzu; ararya kandi aranywa, nyuma aravuga ati «Nimurebe uwo mugore w'ikivume, mumuhambe kuko ari umwana w'umwami.»

35Barasohoka bagiye kumuhamba, ariko ntibabona intumbi ye yose, bahasanga gusa igihanga cye, n'ibirenge bye, n'ibiganza bye.

36Bagaruka kubibwira Yehu, na we aravuga ati «Iryo ni rya jambo Uhoraho yavuze, abigirishije umugaragu we Eliya w'Umutishibi, ngo 'Mu murima w'i Yizireyeli ni ho imbwa zizarira umubiri wa Yezabeli,

37kandi intumbi ya Yezabeli izahinduka nk'ifumbire inyanyagiye mu murima w'i Yizireyeli, ku buryo nta we uzashobora kuvuga, ati 'Uyu ni Yezabeli!'»

## Icya kabiri cy'Abami 10

### Yehu arimbura inzu ya Akabu

1Akabu yari afite i Samariya abana mirongo irindwi bamukomokaho. Yehu yandika amabaruwa, ayohererereza abakuru b'imiryango, n'abatware b'imigi, n'abareraga abana ba Akabu bari i Samariya, ababwira ati

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2«Iyi baruwa nibageraho, ubwo mushinzwe kwita ku bana ba shobuja, mukaba mufite amagare, amafarasi n'umugi wubatswe bikomeye, ndetse n'intwaro,

3mutoranye umwe mu bana ba shobuja urusha abandi ubushobozi, mumwicaze ku ntebe y'ubwami bwa se, maze murwanirire inzu ya shobuja.»

4Bagira ubwoba bwinshi, hanyuma barabwirana bati «Abami babiri ntibashoboye kumuhangara, none twe twabishobora dute?»

5Umutegeka w'ingoro y'umwami, umutware w'umugi, abakuru b'imiryango n'abarezi b'abana batuma kuri Yehu, bati «Turi abagaragu bawe, tuzakora ibyo uzadutegeka byose. Nta muntu n'umwe tuzimika. Wowe uzakore ibigutunganiye.»

6Yehu abandikira indi baruwa, ababwira ati «Niba muri abanjye, mukaba munyumva, abana ba shobuja nimubace imitwe, maze ejo kuri iyi saha muyinsangishe i Yizireyeli.» Ariko icyo gihe abana b'umwami uko ari mirongo irindwi, bari hirya no hino mu bakuru b'umurwa babareraga.

7Iyo baruwa imaze kubageraho, bafata abana b'umwami babaca imitwe bose uko ari mirongo irindwi, hanyuma iyo mitwe yabo bayishyira mu nkangara bayohererereza Yehu i Yizireyeli.

8Intumwa iza kumumenyesha, iti «Bazanye imitwe y'abana b'umwami.» Yehu aravuga ati «Nimuyikoremo ibirundo bibiri ku irembo, kuzageza ejo mu gitondo.»

9Bukeye mu gitondo, Yehu arasohoka, ahagarara imbere y'inteko y'abantu, arababwira ati «Mwebweho muri abere! Jyewe nagambaniye databuja ndamwica, ariko se aba bo bishwe na nde?

10None rero, mumenye ko nta jambo na rimwe Uhoraho yavuze ku nzu ya Akabu ryagiye ubusa! Ahubwo ibyo Uhoraho yavugishije umugaragu we Eliya, yaranabyujuje.»

11Hanyuma Yehu atsemba abo mu nzu ya Akabu bose bari basigaye i Yizireyeli, abakuru be, incuti ze z'amagara, n'abaherezabitambo be bose, ntiyagira n'umwe asiga.

### Yehu arimbura abo mu muryango wa Okoziya
(2 Matek 22,8)

12Yehu arahaguruka, ashyira nzira yerekeza i Samariya. Ageze i Betekedi y'abashumba,

13ahura n'abavandimwe ba Okoziya, umwami wa Yuda. Arababaza ati «Muri bande?» Baramusubiza bati «Turi abavandimwe ba Okoziya. Tugiye kuramutsa abana b'umwami n'ab'umugabekazi.»

14Yehu ategeka abantu be, ati «Nimubafate mpiri!» Babafata mpiri, babicira ku kigega cy'amazi cy'i Betekedi. Bari mirongo ine na babiri, ntihagira n'umwe urokoka.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Yehu ahura na Yonadabu

15Yehu ava aho ngaho, aragenda ahura na Yonadabu, mwene Rekabu, wari uje
amugana. Yehu aramuramutsa, hanyuma aramubaza ati «Uranyishimiye nk'uko
nanjye nkwishimiye?» Yonadabu aramusubiza ati «Yego!» Undi ati «Niba ari byo,
mpa umukono.» Yonadabu arawumuha. Nuko Yehu amuzamura mu igare rye,

16avuga ati «Ngwino tujyane, urebe ishyaka ndwanira Uhoraho!» Bajyana mu igare
rye.

17Yehu ageze i Samariya, yica abantu bose bo mu muryango wa Akabu bari basigaye
mu mugi, arabatsemba nk'uko byahanuwe na Eliya.

### Yehu akuraho ikigirwamana Behali

18Yehu akoranya imbaga yose, arababwira ati «Akabu yakoreye buhoro Behali, jyewe
nzamukorera cyane kumurusha.

19Nimumpamagarire nonaha abahanuzi bose ba Behali, abayoboke be bose,
n'abaherezabitambo be; ntihagire n'umwe ubura, kuko ngiye gutura Behali igitambo
gikomeye. Ubura azapfa.» Ariko ibyo byose Yehu yabikoranaga uburyarya, kugira
ngo abone uko atsemba abayoboke bose ba Behali.

20Yehu arababwira ati «Nihabe ikoraniro ritagatifu ryubahiriza Behali!» Batumira
abantu.

21Yehu yohereza intumwa gutumira abantu bo muri Israheli yose. Abayoboke bose
ba Behali baritaba, ntihagira n'umwe ubura. Binjira mu ngoro ya Behali barayuzura.

22Yehu abwira uwari ushinzwe inzu babikagamo imyambaro, ati «Sohora imyenda
y'abayoboke ba Behali uyibahe.» Arayibazanira.

23Yehu na Yonadabu mwene Rekabu binjira mu ngoro ya Behali. Yehu abwira
abayoboke ba Behali, ati «Nimusuzume neza ko nta mugaragu n'umwe w'Uhoraho
ubarimo, murebe ko ari mwe mwenyine, abayoboke ba Behali.»

24Nuko Yehu na Yonadabu barinjira kugira ngo bahereze amaturo kandi bature
ibitambo bitwikwa. Ariko Yehu yari yashyize hanze abagabo mirongo inani,
ababwira ati «Dore aba bantu mbashyize mu maboko yanyu, nihagira n'umwe muri
bo ubacika, uwo azaba yacitse azamuryozwa, apfe mu kigwi cye.»

25Yehu amaze gutura ibitambo bitwikwa, abwira abarinzi be n'abatware b'ingabo, ati
«Nimwinjire mwice aba bantu bose, ntihagire n'umwe ubacika!» Nuko abarinzi
n'abatware b'ingabo barinjira, maze babicisha inkota bose. Bagera batyo mu cyumba
cyiherereye cyo mu ngoro ya Behali;

26basohora inkingi y'igiti yeguriwe Behali, barayitwika.

27Bamaze kumenagura inkingi ya Behali, basenya n'ingoro ye; aho yari iri


© 2012, Bible Society of Rwanda.

bahahindura imisarane ya rubanda kuva icyo gihe kugeza n'ubu.

### Yehu, umwami wa Israheli (841–814)

28Bityo, Yehu aba aciye Behali muri Israheli.

29Icyakora Yehu ntiyaretse gukurikiza ibyaha Yerobowamu mwene Nebati yakoresheje Abayisraheli, basenga amashusho y'inyana za zahabu y'i Beteli n'i Dani.

30Uhoraho abwira Yehu, ati «Kubera ko wakoze neza wita ku binshimisha kandi ukaba warakoreye inzu ya Akabu nk'uko nabishakaga, abana bawe bazima ingoma ya Israheli kugera ku gisekuru cya kane.»

31Ariko Yehu ntiyubahiriza amategeko y'Uhoraho, Imana ya Israheli, n'umutima we wose, ntiyareka gukora ibyaha Yerobowamu yari yarakoresheje Abayisraheli.

32Muri iyo minsi, Uhoraho atangira gutubya igihugu cya Israheli. Hazayeli, umwami w'Abaramu, atsinda Abayisraheli aho barwaniraga hose;

33bityo mu burasirazuba bwa Yorudani, ahigarurira igihugu cyose cya Gilihadi, icya Gadi, icya Rubeni n'icya Manase, kuva Aroweri iri ku nkombe y'umugezi wa Arunoni kugeza Gilihadi na Bashani.

34Ibindi bigwi bya Yehu, ibyo yakoze byose n'ubutwari bwe, ntibyanditswe se mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Israheli?

35Yehu aratanga asanga abasekuruza be, umurambo we ushyingurwa i Samariya. Umuhungu we Yowakazi amuzungura ku ngoma.

36Igihe Yehu yamaze ku ngoma ya Israheli i Samariya, ni imyaka makumyabiri n'umunani.

## Icya kabiri cy'Abami 11

### Ataliya yiha ubutegetsi i Yeruzalemu (841–835)

(2 Matek 22,10–12)

1Ataliya, nyina wa Okoziya, abonye ko umwana we apfuye, yiyemeza kwicisha abantu bose bakomokaga ku mwami.

2Yehosheba, umukobwa w'umwami Yoramu akaba na mushiki wa Okoziya, afata Yowasi mwene Okoziya, amuvana mu bana b'umwami bagombaga kwicwa. Nuko amujyanana n'umurezi we, abahisha mu cyumba cy'ingoro bararagamo, Ataliya ntiyaba akimwishe.

3Yowasi abana n'uwo murezi imyaka itandatu mu Ngoro y'Uhoraho, ubwo Ataliya yategekaga igihugu.

### Yowasi yimikirwa ubwami

(2 Matek 23,1–21)

4Mu mwaka wa karindwi, Yehoyada atumiza abategetsi bakuru b'ingabo z'Abakari

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'ingabo zarindaga ibwami, bamusanga mu Ngoro y'Uhoraho. Asezerana na bo kandi abarahiriza mu Ngoro y'Uhoraho, hanyuma abereka umwana w'umwami.

5Arabategeka, ati «Dore ibyo mugiye gukora: muri mwe, abagize umutwe ugomba gufata igihe ku munsi w'isabato, bo bazakora uko bisanzwe: bamwe bazarinda ingoro y'ibwami,

6abandi bazahagarara ku irembo rya Suri, abasigaye bazahagarara ku irembo ry'inyuma y'inzu y'intumwa z'ibwami, maze bazabuze umuntu wese kwinjira mu Ngoro Y'Uhoraho.

7Naho abagize imitwe ibiri itazaba igomba gukora ku munsi w'isabato, mwebwe muzinjire mu Ngoro y'Uhoraho, maze muzakikize umwami.

8Buri wese kandi azabe afite intwaro mu ntoki. Uzashaka kubacamo muzamwice. Muzahore mushagaye umwami aho agiye hose.»

9Abatware b'abasirikare bakora nk'uko umuherezabitambo Yehoyada yabategetse. Buri wese afata abantu be, ari abajya mu mirimo yo ku isabato, ari n'abayirangije, bose baragenda basanga umuherezabitambo Yehoyada.

10Umuherezabitambo aha abatware b'abasirikare amacumu n'ingabo by'umwami Dawudi byabaga mu Ngoro y'Uhoraho.

11Abarinzi b'ibwami bahagarara bafite intwaro mu ntoki bakikije umwami, kuva mu ruhande rw'iburyo rw'Ingoro kugera mu rw'ibumoso, hafi y'urutambiro imbere y'Ingoro.

12Nuko Yehoyada asohora umwana w'umwami, amwambika ikamba ry'ubwami, amuha n'ibindi biranga ubwami. Bamwimikisha amavuta, hanyuma abantu bose bakoma amashyi biyamirira, bavuga bati «Umwami aragahoraho!»

13Ataliya yumvise rubanda rusakuza, agenda abasanga aho bari bari mu Ngoro y'Uhoraho.

14Aritegereza, abona umwami ahagaze hafi y'inkingi y'Ingoro nk'uko byari umuhango usanzwe, abatware n'abavuza amakondera bamuri iruhande, n'abantu bose bo mu gihugu banezerewe kandi bavuza uturumbeti. Nuko Ataliya ashishimura imyambaro ye asakuza, ati «Ubugambanyi! Ubugambanyi!»

15Umuherezabitambo Yehoyada abwira abatware bakuru b'ingabo bategeka abarinzi, agira ati «Nimumusohore mumucishe hagati y'imirongo y'ingabo! Umukurikira mumwicishe inkota!» Koko rero, umuherezabitambo yari yavuze ati «Umwamikazi ntazicirwa mu Ngoro y'Uhoraho.»

16Bajyana Ataliya, bamunyuza mu irembo amafarasi yanyuragamo, bamugejeje ku ngoro y'umwami bamutsinda aho.

17Yehoyada yifatanyije n'umwami n'umuryango wose, agirana isezerano n'Uhoraho,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kugira ngo umuryango uzabe uw’Uhoraho; umwami n’umuryango na bo bagirana isezerano imbere ye.

18Hanyuma imbaga yose ijya ku ngoro ya Behali, bamenagura intambiro ze zose n’amashusho ye babimaraho; na Matani, umuherezabitambo wa Behali, bamwicira imbere y’urutambiro. Umuherezabitambo Yehoyada atoranya abo kurinda Ingoro y’Uhoraho,

19hanyuma afata abatware b’abasirikare b’Abakari, intumwa z’ibwami na rubanda bose; bavana umwami mu Ngoro y’Uhoraho, baramumanukana banyuze mu irembo ry’intumwa z’ibwami, bagera mu ngoro y’umwami. Bagezeyo, Yowasi yicara ku ntebe y’ubwami.

20Abantu bose bo mu gihugu baranezerwa, umurwa uratuza. Ataliya we bari bamwicishije inkota, mu ngoro y’umwami.

## Icya kabiri cy'Abami 12

### Yowasi, umwami wa Yuda (835–796)

(2 Matek 24,1–3)

1Yowasi yabaye umwami amaze imyaka irindwi avutse.

2Yowasi yimitswe mu mwaka wa karindwi w’ingoma ya Yehu, amara imyaka mirongo ine i Yeruzalemu ari ku ngoma. Nyina yitwaga Sibiya w’i Berisheba.

3Yowasi yakoze ibitunganiye Uhoraho mu gihe cy’ubuzima bwe bwose, kuko yari yararezwe neza n’umuherezabitambo Yehoyada.

4Nyamara kandi ntiyakuyeho amasengero y’ahirengeye; abantu bakomeje kuhaturira ibitambo no kuhatwikira imibavu.

### Yowasi asanisha Ingoro y’Uhoraho

(2 Matek 24,4–14)

5Yowasi abwira abaherezabitambo, ati «Feza yose rubanda begurira Uhoraho bakayizana mu Ngoro ye, imisoro buri muntu atanga akurikije umutungo we, feza yose buri muntu azana ku bwe abyibwirije akayishyira mu Ngoro y’Uhoraho,

6abaherezabitambo bazabyakire, buri wese amenye ibyo abaturanyi be bamuhaye, maze bazabisanishe Ingoro y’Uhoraho aho bazasanga yarangiritse hose.»

7Ariko mu mwaka wa makumyabiri n’itatu w’ingoma ya Yowasi, abaherezabitambo bari batarasana ibyangiritse ku Ngoro y’Uhoraho.

8Umwami Yowasi atumiza umuherezabitambo Yehoyada, n’abandi baherezabitambo, arababaza ati «Kuki mudasana ahangiritse ku Ngoro y’Uhoraho? Guhera ubu ntimuzongera gufata feza y’abo muri kumwe, kuko mwagombaga kuyitanga kugira ngo isane ibyangiritse kuri iriya Ngoro.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Abaherezabitambo bemera ko batazongera kwakira feza ya rubanda, kandi ko batakigomba gusana aho Ingoro y'Uhoraho yangiritse.

10Umuherezabitambo Yehoyada afata isanduku, atobora umwenge mu gipfundikizo cyayo, hanyuma ayitereka iruhande rw'urutambiro, mu ruhande rw'iburyo umuntu yinjira mu Ngoro y'Uhoraho. Abaherezabitambo barindaga irembo, bakajya bashyiramo feza yose baturaga mu Ngoro y'Uhoraho.

11Kandi iyo babonaga ko isanduku irimo feza nyinshi, umunyamabanga w'umwami n'umuherezabitambo mukuru barazaga bakayikuramo, bakabara iyo feza igenewe Ingoro y'Uhoraho.

12Bamara kuyibara bakayishyira abagombaga gukoresha imirimo, ari bo bari bashinzwe kumenya Ingoro y'Uhoraho, na bo bakayihemba ababaji n'abubatsi,

13abafundi n'ababazaga amabuye, ndetse bakayiguramo ibiti n'amabuye abajwe byo gusana ahangiritse ku Ngoro y'Uhoraho.

14Nyamara iyo feza baturaga mu Ngoro y'Uhoraho, si yo bakoreshagamo ibikombe bya feza, cyangwa ibyuma, cyangwa ibyungo, cyangwa amakondera, cyangwa se ikindi gikoresho cya zahabu cyangwa feza kigenewe Ingoro y'Uhoraho.

15Iyo feza yahabwaga abashinzwe imirimo, bakayikoresha mu gusana Ingoro y'Uhoraho.

16Abo bakoreshaga imirimo, ntibagenzurwaga ku buryo bahembaga abakozi, kuko bakoranaga umurava.

17Naho feza yatangwagaho ibitambo byo kwigorora n'iby'impongano z'ibyaha, nta bwo yajyaga mu isanduku y'Ingoro y'Uhoraho, ahubwo yajyanwaga n'abaherezabitambo.

### Yowasi atsindwa n'Abaramu, maze abe bakamwica

(2 Matek 24,23–27)

18Nuko Hazayeli, umwami w'Abaramu, arazamuka ajya gutera umugi wa Gati, arawigarurira. Arangije afata umugambi wo gutera Yeruzalemu.

19Yowasi, umwami wa Yuda, afata ibintu byose byatuwe Uhoraho n'abasekuruza be Yozafati, Yoramu na Okoziya, abami ba Yuda, afata n'ibyo we ubwe yari yaratuye, na zahabu yose yo mu mutungo w'Ingoro y'Uhoraho n'iyo mu ngoro y'umwami, nuko abyoherereza Hazayeli, umwami w'Abaramu, bituma areka umugambi wo gutera Yeruzalemu.

20Ibindi bigwi bya Yowasi, ibyo yakoze byose ntibyanditswe se mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Yuda?

21Abagaragu ba Yowasi baramugomera, baramugambanira, bamwicira i Betimilo...


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22 Yishwe na Yozakari mwene Shimeyati, na Yehozabadi mwene Shomeri, abagaragu
be. Umurambo we bawushyingura mu mva y'abasekuruza be mu Murwa wa Dawudi.
Azungurwa ku ngoma n'umuhungu we Amasiya.

## Icya kabiri cy'Abami 13

### Yowakazi, umwami wa Israheli (814–798)

1 Mu mwaka wa makumyabiri n'itatu w'ingoma ya Yowasi mwene Okoziya, umwami
wa Yuda, Yowakazi arimikwa aba umwami w'Abayisraheli i Samariya, ingoma
ayimaraho imyaka cumi n'irindwi.

2 Yakoze ibidatunganiye Uhoraho, ntiyareka gukurikiza ibyaha Yerobowamu mwene
Nebati yakoresheje Abayisraheli, ntiyabigendera kure.

3 Uhoraho yarakariye cyane Abayisraheli, akajya abagabiza Hazayeli, umwami
w'Abaramu, n'umuhungu we Beni-Hadadi.

4 Ariko Yowakazi yinginga Uhoraho ngo areke kurakara, aramwumvira kuko yari
abonye uko Abayisraheli barenganywa n'umwami w'Abaramu.

5 Uhoraho yohereza Abayisraheli umukiza ; Abayisraheli bava mu nzara z'Abaramu
bongera kujya gutura mu mahema yabo nka mbere.

6 Ariko ntibaca ukubiri n'ibyaha Yerobowamu yabakoresheje; bakomeje
kubyibandaho, ndetse bakomera no ku biti byeguriwe ibigirwamana byabo, byari
bishinze i Samariya.

7 Ingabo Yowakazi yari asigaranye, bari abagabo mirongo itanu bagendaga ku
mafarasi, amagare cumi, n'abagabo ibihumbi cumi bagendaga ku maguru, kuko
abandi bose, umwami w'Abaramu yari yabatsembye abagira nk'umukungugu
banyukanyutse.

8 Ibindi bigwi bya Yowakazi, ibyo yakoze byose n'ubutwari bwe, ntibyanditswe se mu
gitabo cy'Amateka y'abami ba Israheli?

9 Yowakazi aratanga asanga abasekuruza be, umurambo we ushyingurwa i Samariya.
Umuhungu we Yowasi amuzungura ku ngoma.

### Yowasi, umwami wa Israheli (798–783)

10 Mu mwaka wa mirongo itatu n'irindwi w'ingoma ya Yowasi, umwami wa Yuda,
Yowasi mwene Yowakazi, yima ingoma ya Israheli i Samariya, ayimaraho imyaka
cumi n'itandatu.

11 Yakoze ibidatunganiye Uhoraho, akora ibyaha byose Yerobowamu mwene Nebati
yakoreshereje Abayisraheli, ntiyagira na kimwe asiga inyuma.

12 Ibindi bigwi bya Yowasi, ibyo yakoze n'ubutwari bwe, intambara yarwanye na
Amasiya, umwami wa Yuda, ntibyanditswe se mu gitabo cy'Amateka y'abami ba

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Israheli?

13Yowasi aratanga asanga abasekuruza be, Yerobowamu yicara ku ntebe ye y'ubwami. Umurambo wa Yowasi ushyingurwa i Samariya, hamwe n'abami ba Israheli.

### Elisha ahanura bwa nyuma; urupfu rwe

14Elisha afatwa n'indwara yagombaga kumuhitana. Yowasi, umwami wa Israheli, aramanuka ajya iwe. Amugezeho aramuririra atera hejuru, ati «Ayiwe Mubyeyi! Ayiwe Mubyeyi! Amagare n'amafarasi bya Israheli!»

15Elisha aramubwira ati «Fata umuheto n'imyambi!» Yowasi afata umuheto n'imyambi.

16Elisha abwira umwami wa Israheli, ati «Fora umuheto!» Undi arawufora. Elisha ashyira ibiganza bye ku by'umwami,

17maze aravuga ati «Kingura idirishya rireba iburasirazuba !» Yowasi ararikingura. Elisha aramubwira ati «Rasa!» Undi ararasa. Elisha aravuga ati «Uwo mwambi ni wo gutsinda k'Uhoraho, ni umwambi wo kunesha ingabo z'Abaramu. Uzatsindira Abaramu kuri Afeki ugeze ubwo ubatsemba.»

18Yongera kubwira Yowasi, ati «Fata imyambi!» Yowasi arayifata. Elisha abwira umwami wa Israheli, ati «Yikubitishe hasi!» Yowasi ayikubitisha hasi gatatu, hanyuma arekera aho.

19Umuntu w'Imana aramurakarira, aramubwira ati «Iyo ukubita gatanu cyangwa gatandatu, wari kuzatsinda Abaramu kugeza ubwo ubatsembyeho, none ubwo wakubise gatatu gusa, uzabatsinda gatatu gusa.»

20Elisha arapfa, baramuhamba. Uko umwaka utashye ibitero by'abagome bigaturuka mu gihugu cya Mowabu bigakwira mu gihugu.

21Umunsi umwe abantu bari bagiye guhamba umupfu, babonye kimwe muri ibyo bitero, bajugunya iyo ntumbi mu mva yahambwemo Elisha, nuko barahunga. Intumbi ye igwira amagufa ya Elisha, wa muntu ahita azuka maze arahaguruka, arahagarara.

### Yowasi yigarurira imigi ya Israheli Abaramu bari baranyaze

22Hazayeli, umwami w'Abaramu, yahoraga arenganya Abayisraheli mu gihe cyose cy'ingoma ya Yowakazi.

23Ariko Uhoraho yagiriye imbabazi Abayisraheli, abagaragariza impuhwe ze, arababababarira, arabagarukira kubera isezerano yasezeranyije Abrahamu, Izaki na Yakobo, nuko arivuguruza ntiyahita abatsemba.

24Hazayeli, umwami w'Abaramu, aratanga, umuhungu we Beni-Hadadi amuzungura ku ngoma.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

25Yowasi, mwene Yowakazi, agarura imigi yose Beni-Hadadi, umuhungu wa Hazayeli, yari yaranyaze se Yowakazi mu ntambara. Yowasi atsinda Beni-Hadadi gatatu, hanyuma agarura imigi ya Israheli.

## Icya kabiri cy'Abami 14

### AMATEKA Y'IZO NGOMA ZOMBI KUGEZAUBWO SAMARIYA IFASHWE

#### Amasiya, umwami wa Yuda (796–781)

(2 Matek 25,1–4, 11–12, 17–28; 26,1–2)

1Amasiya, mwene Yowasi umwami wa Yuda, yimye ingoma mu mwaka wa kabiri w'ingoma ya Yowasi mwene Yowakazi, umwami wa Israheli.

2Yimitswe amaze imyaka makumyabiri n'itanu avutse, ategekera i Yeruzalemu imyaka makumyabiri n'icyenda. Nyina yitwaga Yehodana w'i Yeruzalemu.

3Amasiya yakoze ibitunganiye Uhoraho, ariko ntiyageza aha sekuruza Dawudi, ahubwo yakurikije muri byose se Yowasi.

4Icyakora ntiyakuyeho amasengero y'ahirengeye, abantu bakomeje kuhaturira ibitambo no kuhatwikira imibavu.

5Ubwami bwe bumaze gukomera, yahoye ba bagaragu be bari barishe se, umwami Yowasi.

6Ariko abana babo ntiyabishe, nk'uko byari byanditswe mu gitabo cy'Amategeko ya Musa, aho Uhoraho yatanze itegeko ngo *«Ababyeyi ntibazahorwa abana babo, n'abana ntibazahorwa ababyeyi babo; buri wese azicwa azira icyaha yakoze ku giti cye.»*

7Amasiya ni we wiciye mu kibaya cy'Umunyu Abanyedomu ibihumbi cumi, ni na we kandi wagabye igitero mu mugi wa Sela arawutsinda, awita izina rya Yokiteli, ari na ryo rikivugwa kugeza na n'ubu.

8Nuko Amasiya yohereza intumwa kwa Yowasi, mwene Yowakazi, mwene Yehu, umwami wa Israheli, kumubwira ziti «Ngwino turwane!»

9Yowasi, umwami wa Israheli na we atuma kuri Amasiya, umwami wa Yuda, agira ati «Igitovu cy'i Libani cyatumye ku giti cya sederi cy'i Libani ngo 'Shyingira umukobwa wawe umuhungu wanjye.' Ariko inyamaswa yo mu ishyamba ry'i Libani iribata icyo gitovu.

10Ni koko watsinze Abanyedomu none ubu uranezerewe; shimishwa n'iryo kuzo maze wigumire iwawe! Ni iki cyatuma ushoza intambara izagutsinda, ukayicirwamo hamwe n'ingabo za Yuda?»

11Amasiya amwima amatwi. Yowasi, umwami wa Israheli, arazamuka asanga Amasiya, umwami wa Yuda, barwanira i Betishemeshi mu gihugu cya Yuda.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12Ingabo za Yuda zineshwa n'iza Israheli, barahunga buri wese agana mu ihema rye.

13Yowasi, umwami wa Israheli, afatira i Betishemeshi Amasiya, umwami wa Yuda, mwene Yowasi, mwene Okoziya, hanyuma amujyana i Yeruzalemu. Nuko Yowasi asenya inkike z'amabuye z'umugi wa Yeruzalemu kuva ku Irembo rya Efurayimu kugeza ku Irembo ry'Iguni, acamo icyuho cy'imikono magana ane.

14Afata zahabu yose, na feza, n'ibintu byose byari mu Ngoro y'Uhoraho no mu mutungo w'ingoro y'umwami, arabinyaga, anyaga n'abantu abatwaraho ingwate, hanyuma yisubirira i Samariya.

15Ibindi bigwi bya Yowasi, ibyo yakoze n'ubutwari bwe, intambara ze yarwanye na Amasiya, umwami wa Yuda, ntibyanditswe se mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Israheli?

16Yowasi aratanga, asanga abasekuruza be, umurambo we ushyingurwa i Samariya hamwe n'abami ba Israheli. Umuhungu we Yerobowamu amuzungura ku ngoma.

17Amasiya mwene Yowasi umwami wa Yuda, yamaze indi myaka cumi n'itanu nyuma y'itanga rya Yowasi mwene Yowakazi, umwami wa Israheli.

18Ibindi bigwi bya Amasiya ntibyanditswe se mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Yuda?

19Bamugambaniriye i Yeruzalemu ahungira i Lakishi, ariko bamukurikizayo abantu barahamwicira.

20Umurambo we bawuhekesheje amafarasi bawujyana i Yeruzalemu, aba ari ho ushyingurwa hamwe n'abasekuruza be, mu Murwa wa Dawudi.

21Imbaga yose ya Yuda ifata Hoziya wari umaze imyaka cumi n'itandatu avutse, baramwimika ngo azungure se Amasiya.

22Ni we wagobotoye umugi wa Eyilati arongera arawubaka, nyuma y'itanga ry'umwami Amasiya.

## Yerobowamu wa kabiri, umwami wa Israheli (783–743)

23Mu mwaka wa cumi n'itanu w'ingoma ya Amasiya mwene Yowasi, umwami wa Yuda, Yerobowamu mwene Yowasi, aba umwami wa Israheli i Samariya, amara imyaka mirongo ine n'umwe ari ku ngoma.

24Yakoze ibidatunganiye Uhoraho; nta cyaha na kimwe yaretse mu byo Yerobowamu mwene Nebati, yakoresheje Abayisraheli.

25Ni we wagaruje intara Israheli yari yaranyazwe, kuva kuri Lebohamati kugeza ku nyanja ya Araba, nk'uko Uhoraho Imana ya Israheli yari yabivugishije umugaragu we, umuhanuzi Yonasi mwene Amitayi w'i Gati-Heferi.

26Koko rero, Uhoraho yabonye uko Abayisraheli basuzugurwa bikabije, kandi bakaba

barabuze umuntu n’umwe, yaba umucakara cyangwa se uwigenga, wabarengera.

27 Nyamara kubera ko Uhoraho atari yigeze avuga ko azabatsemba ku isi, ni ko kubarokoresha ukuboko kwa Yerobowamu, mwene Yowasi.

28 Ibindi bigwi bya Yerobowamu, ibyo yakoze byose n’ubutwari bwe, uko yarwanaga, — dore ko yagaruriye Yuda na Israheli imigi ya Damasi na Hamati — ibyo ntibyanditswe se mu gitabo cy’Amateka y’abami ba Israheli?

29 Yerobowamu aratanga asanga abasekuruza be, umurambo we ushyingurwa hamwe n’abasekuruza be, abami ba Israheli. Umuhungu we Zakariya amuzungura ku ngoma.

## Icya kabiri cy'Abami 15

### Hoziya, umwami wa Yuda (781–740)

(2 Matek 26,3–4, 21–23)

1 Mu mwaka wa makumyabiri n’irindwi w’ingoma ya Yerobowamu, umwami wa Israheli, Hoziya mwene Amasiya, umwami wa Yuda, yima ingoma.

2 Icyo gihe yari amaze imyaka cumi n’itandatu avutse, ategeka imyaka mirongo itanu n’ibiri i Yeruzalemu. Nyina yitwaga Yekoliyahu w’i Yeruzalemu.

3 Yakoze ibitunganiye Uhoraho, mbese akurikiza se Amasiya muri byose.

4 Icyakora ntiyashenye amasengero y’ahirengeye; abantu bakomeje kuhaturira ibitambo no kuhatwikira imibavu.

5 Uhoraho ahana umwami, amuteza indwara y’ibibembe iramuhitana. Atarapfa bamuhaye akato aba mu nzu ya wenyine. Ubwo umuhungu we Yotamu wari ushinzwe iby’ingoro y’umwami, aba ari we utegeka igihugu.

6 Ibindi bigwi bya Hoziya, ibyo yakoze byose, ntibyanditswe se mu gitabo cy’Amateka y’abami ba Yuda?

7 Hoziya aratanga asanga abasekuruza be, umurambo we ushyingurwa hamwe n’abasekuruza be, mu Murwa wa Dawudi. Umuhungu we Yotamu amuzungura ku ngoma.

### Zakariya, umwami wa Israheli (743)

8 Mu mwaka wa mirongo itatu n’umunani w’ingoma ya Azariya, umwami wa Yuda, Zakariya mwene Yerobowamu aba umwami wa Israheli i Samariya, amara amezi atandatu ari ku ngoma.

9 Yakoze ibidatunganiye Uhoraho, akurikiza abasekuruza be muri byose. Ntiyirinze ibyaha Yerobowamu, mwene Nebati yakoresheje Abayisraheli.

10 Nuko Shalumi mwene Yabeshi aramugomera, amukubitira mu maso ya rubanda aramwica, hanyuma afata ubutegetsi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11Ibindi bigwi bya Zakariya byanditswe mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Israheli.

12Iryo ni rya jambo Uhoraho yari yarabwiye Yehu, agira ati «Abana bawe bazicara ku ntebe y'ubwami bwa Israheli kugeza ku gisekuru cya kane.» Koko kandi ni ko byagenze.

### Shalumi, umwami wa Israheli (743)

13Shalumi mwene Yabeshi yima ingoma mu mwaka wa mirongo itatu n'icyenda w'ingoma ya Hoziya, umwami wa Yuda, nuko amara ukwezi kumwe ari ku ngoma i Samariya.

14Uwitwa Menahemu mwene Gadi ava i Tirisa ajya i Samariya; atera Shalumi mwene Yabeshi aramwica, hanyuma yima ingoma mu kigwi cye.

15Ibindi Shalumi yakoze n'ubugome bwe, byanditswe mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Israheli.

16Nuko Menahemu atera umugi wa Tapuwa yica abaturage b'aho, kandi atsemba n'abo mu karere ko hagati ya Tirisa na Tapuwa. Yateye uwo mugi kubera ko bari banze kumufungurira amarembo, maze afomoza abagore bose bari batwite.

### Menahemu, umwami wa Israheli (743–738)

17Mu mwaka wa mirongo itatu n'icyenda w'ingoma ya Hoziya, umwami wa Yuda, Menahemu mwene Gadi aba umwami wa Israheli i Samariya, amara imyaka cumi ari ku ngoma.

18Yakoze ibidatunganiye Uhoraho; mu buzima bwe bwose ntiyirinze ibyaha Yerobowamu mwene Nebati yakoresheje Abayisraheli.

19Pulu, umwami w'Abanyashuru, atera igihugu, ariko Menahemu amuhongera amatalenta igihumbi ya feza, kugira ngo amutize amaboko maze ubwami bwe bukomere.

20Menahemu asoresha Abayisraheli bakize, buri wese agatanga amasikeli mirongo itanu ya feza, kugira ngo ayahe umwami w'Abanyashuru. Umwami w'Abanyashuru asubira iwe, ntiyaba akigumye mu gihugu cya Israheli.

21Ibindi bigwi bya Menahemu, ibyo yakoze byose, ntibyanditswe se mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Israheli?

22Menahemu aratanga asanga abasekuruza be, maze umuhungu we Pekahiya amuzungura ku ngoma.

### Pekahiya, umwami wa Israheli (738–737)

23Mu mwaka wa mirongo itanu w'ingoma ya Hoziya, umwami wa Yuda, Pekahiya mwene Menahemu aba umwami wa Israheli i Samariya, amara imyaka ibiri ari ku ngoma.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

24Yakoze ibidatunganiye Uhoraho, ntiyirinda ibyaha Yerobowamu mwene Nebati yakoresheje Abayisraheli.

25Umutware we Peka mwene Remaliyahu aramugomera, amuterera inkota mu munara w'ingoro y'umwami, i Samariya. Nuko Peka, ari kumwe n'abagabo mirongo itanu b'Abagilihadi, yica umwami, maze amuzungura ku ngoma.

26Ibindi bigwi bya Pekahiya, ibyo yakoze byose, byanditswe mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Israheli.

### Peka, umwami wa Israheli (737–732)

27Peka mwene Remaliyahu aba umwami wa Israheli i Samariya, mu mwaka wa mirongo itanu n'ibiri w'ingoma ya Hoziya, umwami wa Yuda. Yamaze imyaka makumyabiri ari ku ngoma.

28Yakoze ibidatunganiye Uhoraho, kuko atirinze ibyaha Yerobowamu mwene Nebati yakoresheje Abayisraheli.

29Ku ngoma ya Peka, umwami wa Israheli, ni bwo Tegalati-Falazari, umwami w'Abanyashuru, yateye imigi ya Iyoni, Abeli-Betimaka, Yaniwa, Kedeshi, Hasori; atera na Gilihadi, Galileya n'igihugu cyose cya Nefutali. Aho hose arahigarurira, abaturage b'aho abajyana bunyago muri Ashuru.

30Hozeya mwene Ela agomera Peka mwene Remaliyahu aramwica, maze amuzungura ku ngoma. Ubwo hari mu mwaka wa makumyabiri w'ingoma ya Yotamu, mwene Hoziya.

31Ibindi bigwi bya Peka, ibyo yakoze byose, byanditswe mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Israheli.

### Yotamu, umwami wa Yuda 740–736)

(2 Matek 27,1–3, 7–9)

32Mu mwaka wa kabiri w'ingoma ya Peka mwene Remaliyahu, umwami wa Israheli, Yotamu mwene Hoziya, aba umwami wa Yuda.

33Yimitswe amaze imyaka makumyabiri n'itanu avutse, amara imyaka cumi n'itandatu ari ku ngoma i Yeruzalemu. Nyina yitwaga Yerusha, umukobwa wa Sadoki.

34Yakoze ibitunganiye Uhoraho, mbese akurikiza se Hoziya muri byose.

35Ariko amasengero y'ahirengeye ntiyayavanyeho; abantu bakomeje kujya kuhaturira ibitambo no kuhatwikira imibavu. Ni we wubatse irembo rya ruguru ry'Ingoro y'Uhoraho.

36Ibindi bigwi bya Yotamu, ibyo yakoze, ntibyanditswe se mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Yuda?

37Muri icyo gihe ni bwo Uhoraho yatangiye kohereza Rasoni, umwami w'Abaramu,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

na Peka mwene Remaliyahu, kurwanya igihugu cya Yuda.

38Yotamu aratanga asanga abasekuruza be, umurambo we ushyingurwa hamwe n'abasekuruza be, mu Murwa wa Dawudi. Umuhungu we Akhazi amuzungura ku ngoma.

## Icya kabiri cy'Abami 16

### Akhazi, umwami wa Yuda (736–716)

(2 Matek 28,1–27)

1Akhazi, mwene Yotamu umwami wa Yuda, yimye ingoma mu mwaka wa cumi n'irindwi w'ingoma ya Peka mwene Remaliyahu.

2Yimitswe amaze imyaka makumyabiri avutse, amara imyaka cumi n'itandatu ari ku ngoma i Yeruzalemu. Ntiyakoze ibitunganiye Uhoraho, Imana ye, nk'uko sekuruza Dawudi yabigenje.

3Ahubwo yakurikije inzira mbi y'abami ba Israheli ndetse atwika umwana we ho igitambo, akurikije amahano yakorwaga n'abanyamahanga Uhoraho yari yarirukanye imbere y'Abayisraheli.

4Yaturiye ibitambo kandi atwikira imibavu mu masengero y'ahirengeye, ku misozi, no mu nsi ya buri giti kibisi.

5Nuko Rasoni, umwami w'Abaramu, na Peka mwene Remaliyahu, umwami wa Israheli, barikora barazamuka batera Yeruzalemu, bagota umwami Akhazi ariko ntibababasha kumurwanya.

6(Icyo gihe kandi umwami w'Abanyedomu agarurira Edomu umugi wa Elati; Abayuda arahabirukana maze Abanyedomu baza gutura Elati, ari na ho bakiri kugeza na n'ubu.)

7Akhazi yohereza intumwa kwa Tegalati-Falazari, umwami w'Abanyashuru, kumubwira ziti «Ndi umugaragu wawe n'umwana wawe, zamuka uze unkize umwami w'Abaramu n'uwa Israheli banyugarije!»

8Akhazi afata feza na zahabu byari mu Ngoro y'Uhoraho no mu mutungo w'ingoro y'umwami, abyoherereza umwami w'Abanyashuru ho ituro.

9Umwami w'Abanyashuru aramwumvira, arazamuka ubwe atera umugi wa Damasi, abaturage baho abajyana i Kiri ari imbohe, kandi yicisha Rasoni.

10Umwami Akhazi ajya i Damasi guhurirayo na Tegalati-Falazari, umwami w'Abanyashuru. Abonye urutambiro rw'aho, yohereza umuherezabitambo Uriya urugero n'igishushanyo byarwo, kugira ngo azubake urumeze nka rwo.

11Umuherezabitambo Uriya yubaka urutambiro, akurikije ibimenyetso byose yohererejwe n'umwami Akhazi ari i Damasi, arwuzuza mbere y'uko umwami Akhazi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

atahuka.

12Aho umwami Akhazi atahukiye ava i Damasi, abona urutambiro. Umwami ararwegera, arazamuka,

13arutwikiraho ibitambo, atanga andi maturo, arusukaho amaturo y'ifu na divayi, kandi aruminjagiraho amaraso y'ibitambo by'ubuhoro.

14Naho urutambiro rw'umuringa rwari imbere y'Ingoro y'Uhoraho, hagati y'urutambiro rushya n'Ingoro y'Uhoraho, umwami arukuraho arushyira iruhande rw'urutambiro rushya, ahagana mu majyaruguru.

15Hanyuma umwami Akhazi ategeka umuherezabitambo Uriya, agira ati «Ku rutambiro runini uzahatwikira ibitambo by'igitondo n'iby'umugoroba, unahaturire ibitambo bitwikwa n'andi maturo by'umwami. Uzahaturire n'ibitambo bitwikwa byatuwe n'abantu bose b'iki gihugu, hamwe n'amaturo yabo aseswa, kandi uzasukaho amaraso y'ibitambo byose bitwikwa n'amaraso y'ibindi bitambo byose. Naho urutambiro rw'umuringa, ni jye ubwanjye uzarufatira ibyemezo nkazabikumenyesha.»

16Umuherezabitambo Uriya yubahiriza amategeko yose y'umwami Akhazi.

17Umwami Akhazi atema ibisate bisobetse by'ibitereko, avana imivure kuri ibyo bitereko, amanura ikizenga cy'amazi cyabumbwe mu muringa cyari giteretse ku mashusho y'impfizi z'inka, agitereka ku mabuye ashashe.

18Hanyuma, kugira ngo ashimishe umwami w'Abanyashuru, Akhazi asenya amadarajya intebe y'umwami yari iteyeho, afunga n'irembo ry'igikari umwami yinjiriragamo.

19Ibindi bigwi bya Akhazi n'ibyo yakoze, ntibyanditswe se mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Yuda?

20Umwami Akhazi aratanga asanga abasekuruza be, umurambo we ushyingurwa hamwe n'abasekuruza be, mu Murwa wa Dawudi. Umuhungu we Hezekiya amuzungura ku ngoma.

## Icya kabiri cy'Abami 17

### Hozeya, umwami wa Israheli (732–724)

1Mu mwaka wa cumi n'ibiri w'ingoma ya Akhazi, umwami wa Yuda, Hozeya mwene Ela yimikwa kuba umwami wa Israheli i Samariya, amara imyaka cyenda ari ku ngoma.

2Yakoze ibidatunganiye Uhoraho, ariko ntiyahwanyije n'abami ba Israheli bamubanjirije.

3Salimanasari, umwami w'Abanyashuru aramutera; Hozeya aratsindwa ahinduka


© 2012, Bible Society of Rwanda.

umugaragu we, akajya amuha umusoro.

4Ariko nyuma, umwami w'Abanyashuru amenya ko Hozeya yamugambaniye; koko rero, Hozeya yari yohereje intumwa i Sayisi, ku mwami wa Misiri, kandi ntiyaha umwami w'Abanyashuru amakoro nk'uko yari asanzwe abigenza buri mwaka. Umwami w'Abanyashuru afata Hozeya aramufunga.

### Ifatwa ry'umugi wa Samariya (721)

5Hanyuma umwami w'Abanyashuru atera igihugu cyose; atera Samariya arayigota, amarayo imyaka itatu.

6Mu mwaka wa cyenda w'ingoma ya Hozeya, umwami w'Abanyashuru atsinda umugi wa Samariya, arawigarurira; anyaga Abayisraheli abajyana muri Ashuru. Abatuza mu karere ka Kala, ku ruzi rwa Habori muri Gozani, no mu migi y'Abamedi.

### Inkomoko y'ibyago by'ingoma ya Israheli

7Ibyo byago byatewe n'uko Abayisraheli bacumuye ku Uhoraho, Imana yabo, yabakuye mu gihugu cya Misiri, ibagobotoye mu maboko y'umwanzi wabo Farawo, umwami wa Misiri; biterwa kandi n'uko biyeguriye izindi mana.

8Bibanze ku migenzo y'abanyamahanga Uhoraho yari yarirukanye imbere y'Abayisraheli, no ku migenzo yashyizweho n'abami ba Israheli.

9Abayisraheli bakoze ibidatunganiye Uhoraho, Imana yabo: biyubakiye amasengero ahirengeye mu migi yabo yose, haba mu minara y'abarinzi cyangwa mu migi ikomeye;

10bishingiye inkingi z'amabuye n'iz'ibiti zeguriwe ibigirwamana byabo, bazishyira mu mpinga y'imisozi no mu nsi ya buri giti kibisi.

11Ahirengeye hose bahatwikira imibavu, nk'uko byari umugenzo ku banyamahanga Uhoraho yari yarirukanye imbere yabo. Bakoze ibidatunganye ku buryo byarakaje Uhoraho.

12Bayoboka ibigirwamana, kandi Uhoraho yari yarabibabujije, agira ati «Ntimuzabiyoboke!»

13Nyamara Uhoraho yari yarihanangirije Israheli na Yuda, abivugishije abahanuzi be bose n'abandi bashishozi, agira ati «Nimureke ingeso mbi zanyu, mwubahirize amategeko n'amabwiriza yanjye nahaye abasekuruza banyu, namwe nkayabagezaho mbivugishije abagaragu banjye b'abahanuzi.»

14Ariko banga kumva, ahubwo bagamika amajosi nk'uko abasekuruza babo bayagamitse banga kwemera Uhoraho, Imana yabo.

15Birengagije amategeko y'Uhoraho n'Isezerano yari yaragiranye n'abasekuruza babo, n'ibyo yabihanangirije; bakurikira ibidafite akamaro bahinduka nka byo. Bakurikiza imihango y'abanyamahanga babegereye, kandi Uhoraho yari

yarababujije gukora nka bo.

16Bareka amategeko yose y'Uhoraho Imana yabo, biremera amashusho abiri
y'inyana, bashinga n'ibiti byeguriwe ibigirwamana byabo, baramya izuba, ukwezi
n'inyenyeri byo mu kirere kandi biyegurira Behali.

17Batwitse abahungu babo n'abakobwa babo ho ibitambo, bararaguza kandi bakora
imihango idatunganiye Uhoraho, kugira ngo bamurakaze.

18Nuko Uhoraho arakarira bikabije Abayisraheli, abirukana imbere ye, hasigara
umuryango wa Yuda wonyine.

19Ariko Yuda na yo yanze kumvira amategeko y'Uhoraho Imana yabo, ahubwo
bakurikiza imihango Israheli yishyiriyeho.

20Ni yo mpamvu yatumye Uhoraho yaranze ubwoko bwose bw'Abayisraheli,
arababurabuza, abaterereza abanyazi, hanyuma abaca imbere ye.

21Uhoraho amaze gutandukanya Israheli n'inzu ya Dawudi, n'Abayisraheli bamaze
kwiyimikira Yerobowamu mwene Nebati ngo ababere umwami, Yerobowamu
ababuza kumvira Uhoraho, abakoresha ibyaha bikomeye.

22Abayisraheli bakurikije ibyaha byose Yerobowamu yakoze, ntibabihunga,

23bituma Uhoraho abirukana imbere ye, nk'uko yari yarabivugishije abagaragu be
bose b'abahanuzi. Abayisraheli bakurwa mu gihugu cyabo, bajyanwa muri Ashuru,
ari na ho bakiri na n'ubu.

### Inkomoko y'Abanyasamariya

24Umwami wa Ashuru avana abantu i Babiloni, i Kuta, i Awa, i Hamati n'i
Sefariwayimu, abimurira mu migi ya Samariya yahoze ituwe n'Abayisraheli. Abo
bantu bigarurira ako karere ka Samariya, batura mu migi yayo.

25Ariko bakigera aho ngaho ntibubashye Uhoraho, bituma abateza intare zirabica.

26Baza kubwira umwami w'Abanyashuru, bati «Abanyamahanga wimuye ukabatuza
mu migi ya Samariya ntibazi uburyo bwo gusenga Imana y'iki gihugu, none iyo Mana
yaboherereje intare zibahukamo zirabica, kuko batazi uburyo bwo kubaha Imana
y'iki gihugu.»

27Umwami w'Abanyashuru ni ko gutegeka, ati «Mwoherezeyo umwe mu
baherezabitambo mwanyaze i Samariya, ajye kuhatura maze abigishe uko basenga
Imana y'iki gihugu.»

28Umwe mu baherezabitambo bari barakuye i Samariya araza, atura i Beteli, akajya
abigisha uko basenga Uhoraho.

29Mu by'ukuri, abo banyamahanga biremeye izabo mana, bazishyira mu masengero
y'ahirengeye yubatswe n'Abanyasamariya; buri hanga rikabigenza rityo mu mugi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

rituyemo.

[30]Ab'i Babiloni biremeye Sukoti-Benoti; ab'i Kuta biremera Nerugali, ab'i Hamati biremera Ashima;

[31]ab'i Awa biremera Nibuhazi na Taritaki; ab'i Sefaruwayimu bakomeza gutwika abana babo ho ibitambo, babitura Adarameleki na Anameleki, imana z'i Sefaruwayimu.

[32]Ubundi kandi ntibibagiwe gusenga Uhoraho, bituma bafata bamwe muri bo babagira abaherezabitambo b'ahirengeye, kugira ngo bajye bahaturira ibitambo mu kigwi cyabo.

[33]Ariko, n'ubwo basengaga Uhoraho, ntibyababujije gukomeza gukorera imana zabo nk'uko amahanga bari bimuwemo yabigenzaga.

[34]Ndetse na n'ubu baracyakurikiza iyo migenzo ya kera; ntibatinya Uhoraho, ntibubahiriza amabwiriza, imihango, amateka n'amategeko Uhoraho yari yarahaye bene Yakobo, ari na we Uhoraho yise izina rya Israheli.

[35]Nyamara Uhoraho yari yaragiranye na bo Isezerano, abihanangiriza agira ati «Ntimuzasenge izindi mana, ntimuzaziramye, ntimuzazikorere kandi ntimuzaziture ibitambo.

[36]Muzasenge Uhoraho, we wabakuje mu gihugu cya Misiri imbaraga n'umurego by'ukuboko kwe, azabe ari we muramya kandi mumuture ibitambo.

[37]Muzubahirize buri munsi amabwiriza, imihango, amateka, n'amategeko yabandikishirije kandi ntimuzagire izindi mana mutinya.

[38]Ntimuzibagirwe Isezerano twagiranye, kandi ntimuzagire izindi mana muramya.

[39]Muzatinye Uhoraho, Imana yanyu, we uzabagobotora mu maboko y'abanzi banyu bose.»

[40]Ariko ibyo ntibabyitayeho, ahubwo bakomeje kwibanda ku migenzo yabo ya kera.

[41]Bityo rero, ayo mahanga yatinyaga Uhoraho atanirengagije gukorera ibigirwamana byayo. Uko abasekuruza babo bakoze, ni ko abana n'abuzukuru babo bagikora kugeza na n'ubu.

## Icya kabiri cy'Abami 18

### INGOMA YA YUDA MU BIHE BYAYO BYANYUMA

#### Hezekiya, umwami wa Yuda (716–687)

(2 Matek 29,1–2)

[1]Mu mwaka wa gatatu w'ingoma ya Hozeya mwene Ela, umwami wa Israheli, Hezekiya mwene Akhazi umwami wa Yuda, yima ingoma.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2Yimitswe amaze imyaka makumyabiri n'itanu avutse, amara imyaka makumyabiri n'icyenda ku ngoma i Yeruzalemu. Nyina yitwaga Abi, akaba umukobwa wa Zekariya.

3Hezekiya yakoze ibitunganiye Uhoraho, akurikiza muri byose sekuruza Dawudi.

4Ni we washenye amasengero y'ahirengeye, amenagura inkingi z'amabuye, atema ibiti byeguriwe ibigirwamana byabo, amanyagura ishusho ry'inzoka Musa yari yaracuze mu muringa, kuko Abayisraheli batwikiraga imibavu imbere yaryo kugeza icyo gihe. Iryo shusho baryitaga «Nehushitani.»

5Hezekiya yizeraga Uhoraho, Imana y'Abayisraheli, kurusha abami bose ba Yuda bamubanjirije n'abamuzunguye.

6Yakomeje kwibanda kuri Uhoraho ntiyamuteshukaho. Yubahirije bikomeye amategeko Uhoraho yari yarahaye Musa.

7Uhoraho yahoranaga na we, agashobora kugera ku byo yashakaga gukora byose. Yigaragambije ku mwami w'Abanyashuru, yanga gukomeza kumukorera.

8Byongeye kandi, yarwanyije Abafilisiti arabatsinda, arabakurikirana kugeza i Gaza, arahigarurira hose, kuva ku minara y'abarinzi kugeza ku migi ikikijwe n'inkike.

### Samariya imaze gufatwa, Abayisraheli bajyanwa muri Ashuru

9Mu mwaka wa kane w'ingoma ya Hezekiya, ari wo mwaka wa karindwi w'ingoma ya Hozeya mwene Ela, umwami wa Israheli, Salimanasari, umwami w'Abanyashuru, arazamuka atera Samariya arayitsinda.

10Abanyashuru bafashe uwo mugi nyuma y'imyaka itatu. Samariya yaneshejwe mu mwaka wa gatandatu w'ingoma ya Hezekiya, ari na wo wa cyenda w'ingoma ya Hozeya, umwami wa Israheli.

11Umwami w'Abanyashuru ajyana Abayisraheli muri Ashuru, ajya kubatuza mu karere ka Kala, ku ruzi rwa Habori muri Gozani, no mu migi y'Abamedi.

12Ibyo byatewe n'uko Abayisraheli batari bumviye ijwi ry'Uhoraho Imana yabo, kandi bagaca ku Isezerano rye, banga kumva no gukora ibyo Musa umugaragu w'Uhoraho yari yarategetse byose.

### Senakeribu atera igihugu cya Yuda

(Iz 36,1; 2 Matek 32,1)

13Mu mwaka wa cumi n'ine w'ingoma ya Hezekiya, Senakeribu, umwami w'Abanyashuru, atera imigi yose ikomeye yo mu gihugu cya Yuda, arayitsinda.

14Hezekiya, umwami wa Yuda, atuma ku mwami w'Abanyashuru wari i Lakishi, ati «Nagucumuyeho. Sigaho kuntera, icyo untegeka cyose ndacyemera.» Umwami w'Abanyashuru aca Hezekiya, umwami wa Yuda, icyiru gihwanye n'amatalenta magana atatu ya feza, n'amatalenta mirongo itatu ya zahabu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Hezekiya atanga ifeza yose yari mu Ngoro y'Uhoraho no mu mutungo w'ingoro y'umwami.

16Icyo gihe ni bwo Hezekiya yamenaguye inzugi z'Ingoro y'Uhoraho n'imiryango yayo, akuraho ibyuma abami ba Yuda bari barashyizeho, abiha umwami w'Abanyashuru.

### Senakeribu yohereza umufasha we wo mu ngando kuri Hezekiya

17Umwami w'Abanyashuru ari i Lakishi, yohereza ku mwami Hezekiya i Yeruzalemu umufasha we bwite mu ngando, aherekejwe n'ingabo nyinshi. Barazamuka bajya i Yeruzalemu, bagezeyo bahagarara mu muhanda hafi y'umuyoboro w'amazi uyavana mu cyuzi cya ruguru ukayageza ku murima w'Umumeshi ;

18nuko basaba kuvugana n'umwami. Haza umutegeka w'ingoro witwa Eliyakimu mwene Hilikilikiyahu, umwanditsi Shebuna, n'umunyamabanga w'umwami witwa Yowa mwene Asafu, barahabasanga.

19Umufasha mu ngando wa Senakeribu arababwira ati «Nimugende mubwire Hezekiya, muti 'Umwami mukuru, ari we mwami w'Abanyashuru, arabajije ngo: Icyo wishingikirijeho ni iki?

20Uribwira ko amagambo atagira shinge ari yo uzakuraho inama n'ubutwari byo gushoza urugamba? Ni nde rero wishingikirije kugira ngo unyivumbagatanyeho?

21Uwo wishingikirije ubu ngubu — ari we Misiri — ameze nk'urubingo rwavunaguritse, maze rugasesereza ikiganza cy'urwishingikirijeho rukagikomeretsa. Uko ni ko Farawo, umwami wa Misiri, amerera abamwizera.

22Ahari ubwo mwansubiza muti 'Uwo twishingikirijeho ni Uhoraho, Imana yacu', nyamara se si we Hezekiya yasenyeye amasengero y'ahirengeye n'intambiro zaho, agategeka Yuda na Yeruzalemu kujya bambariza imbere y'urutambiro rw'i Yeruzalemu?

23Ngaho tinyuka utege na databuja, umwami w'Abanyashuru, nzaguhe amafarasi ibihumbi bibiri niwibonera abantu bo kuyagenderaho!

24Ubwo washobora no gutsimbura n'umwe wo mu bagaragu boroheje ba databuja? Rero ngo wizeye ko Abanyamisiri bazaguha amagare n'amafarasi!

25Ubona ko naje gutera uyu mugi no kuwurimbura ntabitegetswe n'Uhoraho? Uhoraho ni we wambwiye, ati 'Zamuka, utere kiriya gihugu, ukirimbure.'»

26Eliyakimu, mwene Hilikiyahu, na Shebuna, na Yowa basubiza uwo mufasha wa Senakeribu, bati «Tubabarire utubwire mu rurimi rw'Abaramu kuko turwumva, woye kutuvugisha mu rurimi rw'Abayuda rwumvwa n'aba bantu bari hejuru y'urukuta.»

27Umufasha w'ingando arabasubiza ati «Ubwo se murabona ko aya magambo,


© 2012, Bible Society of Rwanda.

databuja yantumye kuba ari mwe nyabwira na shobuja wanyu gusa? Ntiyantumye ahubwo kuri aba bantu bicaye ku rukuta, bagiye kurya amabyi yabo bakarenzaho inkari zabo kimwe namwe?»

28 Umufasha w'ingando arahagarara, avuga mu ijwi riranguruye mu rurimi rw'Abayuda aya magambo ati «Nimwumve ijambo ry'umwami mukuru, umwami w'Abanyashuru!

29 Umwami aravuze ngo 'Hezekiya ntakomeze kubashuka, kuko adashobora kubarokora ikiganza cyanjye!

30 Hezekiya ntababeshye ngo mwizere Uhoraho, avuga ngo: Nta shiti, Uhoraho azabakiza; uyu mugi ntuzaterwa n'umwami w'Abanyashuru.

31 Ntimwumve Hezekiya, kuko umwami w'Abanyashuru avuze ngo: Nimunsabe amahoro, mungarukire, maze buri wese azarye imbuto z'imizabibu ye n'iz'umutini we, anywe n'amazi yo mu kizenga cye,

32 mu gihe mugitegereje ko nza nkabajyana mu gihugu kimeze nk'icyanyu, igihugu cy'ingano, igihugu cy'imizabibu yengwamo divayi, mukagira ubugingo ntimushirire ku icumu. Nimureke kumva aya Hezekiya ngo Uhoraho azabakiza.

33 Hari ubwo imana z'abanyamahanga zigeze zishobora kugobotora ibihugu byabo mu maboko y'umwami w'Abanyashuru?

34 Imana z'i Hamati n'iz'Arupadi ziri he? Imana z'i Sefaruwayimu, iz'i Hena n'iz'i Hiwa ziri he? N'Imana zo mu gihugu cya Samariya ziri hehe? Zashoboye se kurokora Samariya ikiganza cyanjye?

35 Ni iyihe mana muri izo zose z'ibyo bihugu yabashije kugobotora igihugu cye mu ntoki zanjye, ngo bibe byakwemeza ko Uhoraho azakura Yeruzalemu mu maboko yanjye?'»

36 Bose baraceceka, ntibagira ijambo na rimwe bamusubiza, kuko umwami yari yategetse, ati «Ntimuzamusubize.»

37 Umutegeka w'ingoro Eliyakimu, mwene Hilikiyahu, umwanditsi Shebuna, na Yowa mwene Asafi, umunyamabanga w'umwami, bagaruka bashishimuye imyambaro yabo, basanga Hezekiya, bamutekerereza ibyo umufasha w'ingando yababwiye byose.

## Icya kabiri cy'Abami 19

### Hezekiya ahanuza Izayi

(Iz 37,1–9)

1 Umwami Hezekiya amaze kubumva ashishimura imyambaro ye, yambara ibigunira, hanyuma ajya mu Ngoro y'Uhoraho.


© 2012, Bible Society of Rwanda.

2Ubwo yohereza Eliyakimu umutegeka w'ingoro, umwanditsi Shebuna n'abakuru bo mu baherezabitambo, bose bari bambaye ibigunira, basanga umuhanuzi Izayi mwene Amosi,

3baramubwira bati «Hezekiya yadutumye ngo uyu munsi ni umunsi w'umubabaro, w'igihano n'ugushinyagurirwa! Abana bageze igihe cyo kuvuka, ariko ba nyina ntibafite imbaraga zo kubabyara!

4Uwazana ngo Uhoraho, Imana yawe, yumve amagambo yavuzwe n'umufasha w'ingando, ayatumwe na shebuja, umwami w'Abanyashuru, ngo atuke Imana Ihoraho. Icyazana ngo Uhoraho, Imana yawe, ibahanire ayo magambo yumvise! Ngaho takambira Uhoraho, usabira aka gasigisigi kagihumeka!»

5Abagaragu b'umwami Hezekiya basanga Izayi,

6arababwira ati «Ubutumwa muza kugeza kuri shobuja ni uko Uhoraho avuze ati 'Ntuterwe ubwoba n'amagambo wumvanye abagaragu b'umwami w'Abanyashuru, bantuka.

7Nzamushyiramo undi mutima, yumve inkuru ituma asubira mu gihugu cye, maze nagerayo nzamwicishe inkota.'»

8Umufasha w'ingando aratahuka, amenye ko umwami w'Abanyashuru yavuye i Lakishi, amusanga i Libuna aho yarwaniraga.

9Koko rero, umwami w'Abanyashuru yari yumvise iyi nkuru yerekeye Tiruhaka, umwami wa Kushi, ivuga ngo «Dore yakoranyije ingabo zo kukurwanya!»

### Ibaruwa Senakeribu yandikiye Hezekiya

(Iz 37,9–20; 2 Matek 32,17)

Umwami w'Abanyashuru yongera gutuma kuri Hezekiya, umwami wa Yuda, ngo bamubwire bati

10«Imana yawe wizera cyane ntizagushuke, ngo ikwizeze ko Yeruzalemu itazafatwa n'umwami w'Abanyashuru!

11Wowe ubwawe uzi uko abami b'Abanyashuru bagenjeje ibihugu byose, barabirimbuye; none se ni wowe uzarokoka?

12Ubwo abasokuruza banjye barimburaga imigi ya Gozani, Harani, Resefu na bene Edeni bari i Telasari, hari ubwo imana zabo zabakijije?

13Umwami w'i Hamati, uw'Arupadi, uw'i Layiri, uw'i Sefaruwayimu, uw'i Hena n'uwa Hiwa ubu bari hehe?»

14Hezekiya yakira ibaruwa ashyikirijwe n'intumwa, arayisoma, hanyuma arazamuka ajya mu Ngoro y'Uhoraho. Aramburira iyo baruwa imbere y'Uhoraho,

15maze asenga Uhoraho, agira ati «Uhoraho, Mana y'Abayisraheli, wowe wicaye ku

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bakerubimu, ni wowe Mana wenyine y'abami bose bo ku isi, kuko ari wowe waremye ijuru n'isi.

16Uhoraho, tega amatwi maze wumve; rambura amaso witegereze, wumve
amagambo y'ibitutsi by'intumwa za Senakeribu, wowe Mana Nzima.

17Mu by'ukuri koko, Nyagasani, abami b'Abanyashuru barimbuye abanyamahanga
n'ibihugu byabo,

18batwika imana zabo kuko zitari Imana y'ukuri, ahubwo ari amashusho yabajwe
n'intoki z'abantu mu biti no mu mabuye, bituma abami b'Abanyashuru babirimbura.

19None rero, wowe Uhoraho, Mana yacu, tugobotore mu nzara za Senakeribu, kugira
ngo abami bose bo ku isi bamenye ko wowe Uhoraho ari wowe Mana wenyine!»

### Izayi ageza kuri Hezekiya igisubizo cy'Uhoraho

(Iz 37,21–35)

20Izayi mwene Amosi atuma kuri Hezekiya, agira ati «Uhoraho, Imana ya Israheli
aravuze ngo 'Nanyuzwe n'amasengesho wangejejeho ku byerekeye Senakeribu,
umwami w'Abanyashuru.

21Dore rero icyo Uhoraho amutangajeho: «Umwari, umukobwa w'i Siyoni
aragusuzuguye, aragusetse; umukobwa w'i Yeruzalemu akuzungurije umutwe ari
inyuma yawe.

22Ni nde watutse ukamwandagaza? Ni nde wavugishije umurebana agasuzuguro? Ni
Nyir'ubutagatifu wa Israheli!

23Watutse Uhoraho ukoresheje intumwa zawe, uvuga uti 'Mfashijwe n'amagare
yanjye y'intambara, narazamutse ngera mu mpinga y'imisozi, mu mirenge
itavogerwa yo hagati ya Libani, ntemayo amashami y'amasederi n'imizonobari
miremire cyane, ngera mu mpinga y'imisozi no mu mashyamba ahatwikiriye.

24Mu mahanga nahafukuye amariba, nywa amazi y'aho; nkamya inzuzi zose zo mu
Misiri , nzikandagijemo ibirenge byanye.'

25Rwose ubwo ntuzi ko uwo mugambi nari nywufite kuva kera kose, ko kuva kera na
kare nari narawuteganije, none ubu nkaba ngiye kuwuzuza? Icyo wowe ushoboye, ni
uguhindura amatongo iyo migi ikomeye.

26Abaturage b'aho bafite intege nke, bakutse umutima, bashobewe; bameze
nk'icyatsi cyo mu mirima, nk'akanyatsi ko mu busitani. Bameze nk'utwatsi tumera
hejuru y'inzu, cyangwa se nk'ingano zirwaye zikiri nto.

27Wowe ariko, waba wicaye, usohotse cyangwa winjiye, mba mbizi.

28Ubwo rero wanyiteyeho hejuru, agasuzuguro kawe kakangeraho; amazuru yawe
nzayafungisha icyuma, maze ngushyire umurunga mu kanwa, nzagutera gusubira
iwawe, ngucishije mu nzira wanyuzemo uza.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

29(Nuko Izayi arongera abwira Hezekiya, ati) Naho wowe, dore ikizakubera ikimenyetso: muri uyu mwaka muzarya ibyasigaye mu bibuba, umwaka ukurikiyeho murye ibyimejeje ubwabyo, ariko mu wa gatatu muzabiba, musarure, kandi muzatera imizabibu, murye imbuto zayo.

30Abasigaye batishwe bo mu nzu ya Yuda, bazororoka nk'igiti gishora imizi mu butaka, kikera imbuto mu mashami yacyo,

31kuko i Yeruzalemu hazasohoka abazaba basigaye, no ku musozi wa Siyoni hasohoke abazaba bacitse ku icumu. Ibyo bizaba bikozwe n'umwete w'Uhoraho, Umugaba w'ingabo.

32Ni yo mpamvu Uhoraho avuze atya, avugira ku mwami w'Abanyashuru, ati

'Ntazinjira muri uyu murwa, ntazaharasa imyambi, ntazanategeka abitwaje ingabo kuwuhangara, n'imbere y'inkike zawo, ntazaharunda igitaka.

33Inzira yanyuze aza, ni yo izamusubizayo, ntazagera muri uyu murwa, ni ko mvuze, Jye Uhoraho.

34Nzarinda uyu murwa nywukize, mbigiriye jye ubwanjye, n'umugaragu wanjye Dawudi.'»

### Senakeribu asubira mu gihugu cye, akahicirwa

(Iz 37,3.36–38; 2 Matek 32,21–22)

35Mu ijoro rikurikiraho, Malayika w'Uhoraho araza yambukiranya ingando y'Abanyashuru, yicamo abantu ibihumbi ijana na mirongo inani na batanu. Mu gitondo bose bari babaye imirambo.

36Senakeribu, umwami w'Abanyashuru, arataha asubira mu murwa we i Ninivi agumayo.

37Umunsi umwe ari mu ngoro y'ikigirwamana cye Nisiroki asenga, abahungu be Adarameleki na Saraseri baraza bamwicisha inkota, maze bahungira mu gihugu cya Ararati. Umuhungu we Esarihadoni amuzungura ku ngoma.

## Icya kabiri cy'Abami 20

### Hezekiya arwara ariko agakira

(Iz 38,1–8; 2 Matek 32,24)

1Muri iyo minsi, Hezekiya afatwa n'indwara ya simusiga. Umuhanuzi Izayi mwene Amosi aza kumureba, maze aramubwira ati «Uhoraho aravuze ngo 'Raga abo mu rugo rwawe kuko ugiye gupfa, utazakira.'»

2Hezekiya yerekeza amaso ku rukuta aramya Uhoraho, agira ati

3«Ndagusabye, Uhoraho, ibuka ko nagenze imbere yawe nta buryarya kandi n'umutima utunganye, ngakora ibigushimishije.» Nuko Hezekiya asuka amarira

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

menshi cyane.

4Izayi ataragera mu rugo hagati, yumva ijwi ry'Uhoraho rimubwira riti

5«Subirayo ubwire Hezekiya, umutware w'umuryango wanjye, uti 'Jyewe, Uhoraho, Imana ya sokuruza Dawudi, numvise amasengesho yawe, mbona n'amarira yawe, none ngiye kugukiza: ndetse mu minsi itatu uzashobora kuzamuka ujye mu Ngoro y'Uhoraho.

6Nkongereye imyaka cumi n'itanu ku gihe wari kuzabaho. Kandi nzagukiza wowe n'uyu murwa, mbagobotore mu nzara z'umwami w'Abanyashuru; nzarinda uyu murwa mbigiriye jye ubwanjye Imana, n'umugaragu wanjye Dawudi.'»

7Izayi aravuga ati «Nimuzane umugati wakozwe mu mbuto z'imitini.» Barawuzana bawushyira ku bibyimba by'umwami, maze umwami arakira.

8Hezekiya abaza Izayi, ati «Ni ikihe kimenyetso kizanyemeza ko Uhoraho azankiza, ko kandi mu minsi itatu nzashobora kuzamuka nkajya mu Ngoro y'Uhoraho?»

9Izayi aramusubiza ati «Dore ikimenyetso kizakwereka ko Uhoraho azasohoza ijambo yavuze: ese urashaka ko igicucu kijya imbere ho intambwe cumi cyangwa kigasubira inyuma ho izo ntambwe?»

10Hezekiya aramusubiza ati «Biroroshye ko igicucu kijya imbere ho intambwe cumi, ahubwo nigisubire inyuma ho intambwe cumi!»

11Nuko umuhanuzi Izayi atakambira Uhoraho, Uhoraho asubiza igicucu inyuma ho intambwe cumi ku madarajya ya Akhazi.

### Hezekiya yakira intumwa z'umwami w'i Babiloni

(Iz 39)

12Muri icyo gihe Merodaki-Baladani mwene Baladani, umwami w'i Babiloni, atuma kuri Hezekiya kuko yari yumvise ko arwaye, amwoherereza amabaruwa n'amaturo.

13Hezekiya yakirana ibyishimo izo ntumwa, azereka ububiko bwe bwose, feza, zahabu, amavuta ahumura cyane, inzu yarimo intwaro zo kurwanisha, n'ibindi byo mu mutungo we wose; ntihagira ikintu na kimwe cyo mu nzu ye no mu gihugu cye gisigara atakizeretse.

14Umuhanuzi Izayi asanga umwami Hezekiya, aramubaza ati «Bariya bantu bakubwiye iki, kandi bavaga he?» Hezekiya aramusubiza ati «Baje baturuka mu gihugu cya kure cy'i Babiloni.»

15Izayi yongera kumubaza, ati «Babonye iki mu ngoro yawe?» Hezekiya ati «Ibiri mu rugo rwanjye byose babibonye, nta kintu na kimwe mu byo ntunze ntaberetse.»

16Nuko Izayi abwira Hezekiya, ati «Umva ijambo ry'Uhoraho:

17Hazaza igihe ibintu biri mu rugo rwawe, n'ibyo abasokuruza bahabitse kugeza ubu,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

byose bizajyanwa i Babiloni; nta na kimwe kizasigara, ni ko Uhoraho avuze.

18Abenshi mu bana wibyariye, bazabajyana babahindure abakone bo kuba mu ngoro
y'umwami w'i Babiloni.»

19Hezekiya abwira Izayi, ati «Ijambo ry'Uhoraho uvuze ni ryiza.» Yaribwiraga ati «Mu
gihe nzaba nkiriho hazabaho amahoro n'umudendezo.»

20Ibindi bigwi bya Hezekiya n'ubutwari bwe, n'uko yacukuye icyuzi n'umuyoboro
bijyana amazi mu mugi, ibyo byose ntibyanditswe se mu gitabo cy'Amateka y'abami
ba Yuda?

21Maze Hezekiya aratanga asanga abasekuruza be, umuhungu we Manase
amusimbura ku ngoma.

## Icya kabiri cy'Abami 21

### Manase, umwami wa Yuda (687–642)

(2 Matek 33,1–10, 18–20)

1Manase yimye ingoma amaze imyaka cumi n'ibiri avutse, amara imyaka mirongo
itanu n'itanu ari ku ngoma i Yeruzalemu. Nyina yitwaga Hefusiba.

2Yakoze ibidatunganiye Uhoraho, akurikiza ibiterasoni by'abanyamahanga Uhoraho
yari yarirukanye imbere y'Abayisraheli.

3Yongeye kubaka amasengero y'ahirengeye yari yarashenywe na se Hezekiya,
yubakisha intambiro za Behali kandi ashingisha ibiti byeguriwe ibigirwamana byabo
nk'uko Akabu, umwami wa Israheli, yari yarabigenje kera. Aramya izuba, ukwezi
n'inyenyeri byo mu kirere, arabikorera.

4Yubaka intambiro mu Ngoro y'Uhoraho, kandi Uhoraho yari yaravuze ati «I
Yeruzalemu ni ho nzashyira izina ryanjye.»

5Ibinyarumuri byo mu kirere abyubakira intambiro mu bikari byombi by'Ingoro
y'Uhoraho.

6Atwika umuhungu we ho igitambo, akoresha uburyo bwinshi bwo gutongera no
gushika, ashyiraho abashitsi n'abapfumu. Yihata gukora ibidashimishije Uhoraho,
aramurakaza.

7Manase abajisha ishusho ry'ikigirwamana Ashera, arishyira mu Ngoro y'Uhoraho,
ya yindi Uhoraho yabwiraga Dawudi n'umuhungu we Salomoni, ati «Muri iyi Ngoro
n'i Yeruzalemu, ni ho natoranyije mu miryango yose ya Israheli, kugira ngo izina
ryanjye rizahahore.

8Byongeye kandi, Abayisraheli nibubahiriza amategeko yose nabahaye, n'ayo
umugaragu wanjye Musa yabahaye, sinzongera kubazerereza ngo bajye kure
y'igihugu nahaye abasekuruza babo.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Ariko bo ntibumvira, ahubwo Manase arabashukashuka bakomeza gukora ibyaha, biruta iby'amahanga Uhoraho yari yararimbuye imbere y'Abayisraheli.

10Nuko Uhoraho avugira mu bagaragu be b'abahanuzi, agira ati

11«Kubera ko Manase, umwami wa Yuda yakoze amahano, agakora ibibi birusha ibyakozwe n'Abahemori bamubanjirije, kandi agatera Yuda gucumura abasengesha ibigirwamana bye,

12ibyo byose bitumye Uhoraho, Imana ya Israheli avuga ati 'Ngiye guteza ibyago i Yeruzalemu no muri Yuda, ku buryo uzabyumva wese azumva amatwi ye avugamo amajeri!

13Ngiye gusenya Yeruzalemu nyiringanize n'ubutaka, nk'uko nashenye Samariya n'inzu ya Akabu nkabiringaniza n'umugozi mbishyizeho imbaho y'amazi. Ngiye guhanagura Yeruzalemu nyivanemo abaturage bayo bose, mbagabize abanzi babo, babahige kandi babanyage,

15kuko bankoreye ibidatunganye kandi bakaba batararetse kundakaza, kuva umunsi abasekuruza babo bavuye mu Misiri kugeza ubu.'»

16Uretse ibyo, Manase yamennye n'amaraso y'abantu benshi b'intungane, ayasendereza Yeruzalemu yose, nuko icyo cyaha cyongerwa ku bindi yakoresheje Yuda, aboshya gukora ibidatunganiye Uhoraho.

17Ibindi byerekeye Manase, ibyo yakoze byose n'ibicumuro bye, ntibyanditswe se mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Yuda?

18Manase aratanga asanga abasekuruza be, umurambo we ushyingurwa mu busitani bw'ingoro ye, bwa bundi bitaga «Ubusitani bwa Uza.» Umuhungu we Amoni amuzungura ku ngoma.

## Amoni, umwami wa Yuda (642–640)

(2 Matek 33,21–25)

19Amoni yimitswe amaze imyaka makumyabiri n'ibiri avutse, amara imyaka ibiri ari ku ngoma i Yeruzalemu. Nyina yitwaga Meshulemeti, mwene Hasuri w'i Yotiba.

20Yakoze ibidatunganiye Uhoraho nk'uko se Manase yabigenje.

21Yakurikije se muri byose, ayoboka ibigirwamana se yayobotse kandi arabisenga.

22Yirengagije Uhoraho, Imana y'abasekuruza be, ntiyagendera mu nzira y'Uhoraho.

23Abagaragu ba Amoni baramugambanira, bamwicira mu ngoro ye.

24Ariko abaturage b'igihugu bica abagambaniye umwami bose, hanyuma bimika umuhungu we Yoziya, amuzungura ku ngoma.

25Ibindi byerekeye Amoni, ibikorwa bye, ntibyanditswe se mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Yuda?

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

26Umurambo we bawushyinguye mu mva ye, mu busitani bwa Uza. Umuhungu we Yoziya amuzungura ku ngoma.

## Icya kabiri cy'Abami 22

### Yoziya, umwami wa Yuda (640–609)

(2 Matek 34,1–2)

1Yoziya yimitswe amaze imyaka umunani avutse, amara imyaka mirongo itatu n'umwe ari ku ngoma i Yeruzalemu. Nyina yitwaga Yedida, umukobwa wa Adaya w'i Bosikati.

2Yakoze ibitunganiye Uhoraho, akurikiza sekuruza Dawudi muri byose, ntiyabiteshukaho.

### Umuherezabitambo mukuru atahura igitabo cy'Amategeko

(2 Matek 34,8–18)

3Mu mwaka wa cumi n'umunani w'ingoma ye, umwami Yoziya yohereza mu Ngoro y'Uhoraho umunyamabanga Shafani mwene Asaliyahu, mwene Meshulamu, amubwira ati

4«Zamuka usange umuherezabitambo mukuru Hilikiyahu, umubwire abarure feza zose zazanywe mu Ngoro y'Uhoraho, n'izindi abarinzi b'irembo basaruje mu bantu.

5Bazihe abakoresha b'imirimo bashinzwe Ingoro y'Uhoraho, kugira ngo bazihembe abakozi basannye ibyangiritse ku Ngoro y'Uhoraho,

6abo ni ababaji, abubatsi n'abandi bafundi, no kugira ngo izo feza bazigure ibiti n'amabuye abajwe byo gusana Ingoro.

7Ntibazabazwe kumurika feza bahawe, kuko bizeweho kuba inyangamugayo.»

8Umuherezabitambo mukuru Hilikiyahu abwira umunyamabanga Shafani, ati «Natahuye igitabo cy'Amategeko mu Ngoro y'Uhoraho!» Hilikiyahu ahereza Shafani icyo gitabo, aragisoma.

9Umunyamabanga Shafani asubira ibwami, atekerereza umwami ibyo yabonye, agira ati «Abagaragu bawe bafashe feza zo mu Ngoro y'Uhoraho, baziha abayobora imirimo, abashinzwe Ingoro y'Uhoraho.»

10Hanyuma umunyamabanga Shafani yongera kubwira umwami, ati «Umuherezabitambo Hilikiyahu yampaye iki gitabo.» Shafani agisomera umwami.

### Yoziya asiganuza umuhanuzikazi Hulida

(2 Matek 34,19–28)

11Umwami amaze kumva amagambo yo mu gitabo cy'Amategeko, ashishimura imyambaro ye.

12Hanyuma ategeka umuherezabitambo Hilikiyahu, na Ahikamu mwene Shafani, na


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Akibori mwene Mikaya, n’umunyamabanga Shafani ndetse na Asaya, umugaragu w’umwami, ati

13«Nimugende mumbarize Uhoraho, jye n’umuryango wanjye na Yuda yose, ibyerekeye amagambo yo muri iki gitabo cyatahuwe mu Ngoro y’Uhoraho, kuko uburakari Uhoraho adufitiye ari bwinshi, bitewe n’abasekuruza bacu batakurikije amagambo yo muri iki gitabo, ntibite ku bicyanditsemo byose.»

14Umuherezabitambo Hilikiyahu, na Ahikamu, na Akibori na Shafani, na Asaya, barikora basanga umuhanuzikazi Hulida , umugore w’umugabo Shalumi wari ushinzwe kumenya imyambaro y’imihango yo mu Ngoro, akaba mwene Tikuwa, mwene Harasi. Uwo mugore yari atuye i Yeruzalemu mu rusisiro rwari rwubatswe vuba. Bamaze kumugezaho ubutumwa bahawe,

15arababwira ati «Uhoraho, Imana ya Israheli, aravuze ngo: Mugende mubwire uwo muntu wabantumyeho, muti

16’Uhoraho aravuze ngo agiye guteza ibyago aho hantu n’abahatuye, nk’uko byanditswe mu gitabo cy’Amategeko, umwami wa Yuda yasomye.

17Kubera ko bantaye, bagatwikira imibavu izindi mana, bakansuzuguza ibikorwa by’amaboko yabo, uburakari mfitiye uyu mugi ni bwinshi kandi ntibuzashira.’

18Naho umwami wa Yuda wabatumye kubaza Uhoraho, dore icyo jyewe, Imana ya Israheli mumenyesheje; muzamubwire muti ’Wumvise ayo magambo, wumva n’ibyo navuze kuri uyu murwa n’abawutuye, mvuga ko uzahinduka itongo ukaba ruvumwa,

19nuko umaze kubyumva umutima wawe uricuza, wicisha bugufi imbere y’Uhoraho, kandi ushishimura imyambaro yawe ndetse usuka amarira imbere yanjye... ubu rero nanjye ubwanjye nakumvise!

20Kubera iyo mpamvu nzakureka usange abasokuruza bawe, kandi uzigendere amahoro, uzahambwe utabonye na kimwe mu byago nzateza aha hantu.’» Intumwa zishyira umwami icyo gisubizo.

## Icya kabiri cy'Abami 23

### Yoziya avugurura Isezerano ribahuza n’Uhoraho

(2 Matek 34,29–32)

1Nuko umwami atumira abakuru bose ba Yuda n’ab’i Yeruzalemu, bateranira iruhande rwe.

2Hanyuma azamuka mu Ngoro y’Uhoraho, aherekejwe n’Abayuda bose n’abatuye Yeruzalemu, ari abaherezabitambo, ari abahanuzi, ari n’abantu bose, abakuru n’abato. Yoziya abasomera amagambo yose yo mu gitabo cy’Isezeranocyabonetse mu Ngoro y’Uhoraho.

3Maze ahagarara iruhande rw’inkingi y’Ingoro, asezeranira Uhoraho ko

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

azamukurikira, akubahiriza amategeko, amabwiriza n'amateka bye, n'umutima we wose n'amagara ye yose, kugira ngo ibyanditswe muri icyo gitabo cy'Isezerano byuzuzwe. Abantu bose biyemeza na bo iryo Sezerano.

### Ivugururwa ry'iyobokamana muri Yuda

(2 Matek 34,3–5)

4Nuko umuherezabitambo mukuru Hilikiyahu, umuherezabitambo umwungirije, n'abarinzi b'irembo, umwami abategeka gusohora mu Ngoro y'Uhoraho ibintu byose byakorewe kubahiriza Behali, na Ashera, n'ibinyarumuri byose by'ibigirwamana byo mu kirere. Babivanamo byose bajya kubitwikira kure ya Yeruzalemu mu kabande ka Sedironi, umuyonga wabyo bawujyana i Beteli.

5Yoziya yirukana ingirwa- baherezabitambo bari bashyizweho n'abami ba Yuda, kugira ngo batwikire imibavu mu masengero y'ahirengeye yo mu migi ya Yuda n'ayo mu karere ka Yeruzalemu. Avanaho abantu batwikiraga imibavu Behali, n'izuba, n'ukwezi n'inyenyeri, n'ibinyarumuri byose by'ibigirwamana byo mu kirere.

6Akuraho igiti cyeguriwe ibyo bigirwamana cyari mu Ngoro y'Uhoraho, akijyana kure ya Yeruzalemu mu kaba nde ka Sedironi, agitwikira mu kabande ka Sedironi gihinduka umuyonga, awunyanyagiza mu irimbi rusange.

7Asenya amazu agenewe ubuhabara yari mu Ngoro y'Uhoraho, aho abagore baboheraga imyambaro yo kubahiriza Ashera.

8Yoziya atumiza abaherezabitambo bo mu migi ya Yuda, hanyuma yandavuza amasengero y'ahirengeye, aho abo baherezabitambo batwikiraga imibavu, guhera i Geba kugeza i Berisheba. Asenya n'urusengero bambarizagamo amasekurume y'ihene, rwari iruhande rw'umuryango w'umutware w'umugi Yozuwe, ibumoso bwawo winjira mu mugi.

9Nyamara abaherezabitambo b'ahirengeye ntibashoboraga guturira ibitambo mu Ngoro y'Uhoraho, icyakora bari bemerewe gusangira n'abandi imigati idasembuye.

10Yoziya asenyagura Tofeti yari mu kabande ka Bene-Hinomi, kugira ngo hatazagira umuntu n'umwe uzongera kuhatwikira umuhungu we cyangwa umukobwa we ho igitambo, abigiriye ikigirwamana Moleki.

11Akuraho amashusho y'amafarasi abami ba Yuda bari barashyiriyeho kubahiriza izuba — ayo mafarasi yabaga ku irembo ry'Ingoro y'Uhoraho, ahagana ku mazu yari akikije Ingoro, ateganye n'icumbi ry'umunyarugo Netani-Meleki — igare ryashyiriweho kubahiriza izuba na ryo araritwika.

12Umwami asenya intambiro abami ba Yuda bari barubatse hejuru y'inzu ya Akabu, asenya n'intambiro Manase yari yarubatse mu bikari byombi by'Ingoro y'Uhoraho; umuyonga wazo awukurayo, ajya kuwujugunya mu mugezi wa Sedironi.

13Umwami yangiza amasengero y'ahirengeye yari ahateganye na Yeruzalemu, mu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

majyepfo y'umusozi w'Imizeti; ayo masengero yari yarubatswe na Salomoni, umwami wa Israheli, agira ngo yubahirize Ashitaroti, ishyano ry'Abasidoni, na Kamoshi, ishyano ry'Abamowabu, na Milikomu, ishyano ry'Abahamoni.

14Yoziya amenagura inkingi z'amabuye, atema n'ibiti byeguriwe ibyo bigirwamana; aho byabaga ahuzuza amagufa y'abantu.

### Ivugururwa ry'iyobokamana muri Israheli
(2 Matek 34,6–7)

15Yoziya asenya n'urusengero rw'ahirengeye rw'i Beteli Yerobowamu mwene Nebati yari yarubakiye gucumuza Israheli; asenya urutambiro rwaho, urwo rusengero ararutwika aruhindura ivu, atwika n'igiti cyeguriwe ibigirwamana byaho.

16Hanyuma Yoziya akebutse abona imva aho ngaho ku musozi, atuma abantu gutoragura amagufa yo muri izo mva ayatwikira ku rutambiro, urwo rutambiro ararwangiza nk'uko byari byarahanuwe na wa muntu w'Imana igihe Yerobowamu yari ahagaze hafi yarwo, ari ku munsi mukuru.

17Yoziya ni ko kubaza ati «Icyo mbona cyubatswe hakurya cyibutsa iki?» Abantu bo mu mugi baramusubiza bati «Ni imva y'umuntu w'Imana waturutse muri Yuda, ahanura ibintu umaze gukora ku rutambiro rw'i Beteli.»

18Yoziya arababwira ati «Nimureke iyo mva, ntihagire umuntu utaburura amagufa ayirimo!» Nuko amagufa ye barayareka, bareka n'aya wa muhanuzi wavuye i Samariya.

19Yoziya asenya n'amasengero yose y'ahirengeye yo mu migi ya Samariya abami ba Israheli bari barubakiye ibigirwamana, bagira ngo barakaze Uhoraho; yayagenje uko yagenje ay'i Beteli.

20Yicira ku ntambiro abaherezabitambo bose bari baratwikiye ibitambo ahirengeye, azitwikiraho amagufa y'abantu. Arangije asubira i Yeruzalemu.

### Ihimbazwa ry'umunsi mukuru wa Pasika
(2 Matek 35,1.18–19)

21Umwami Yoziya ategeka rubanda rwose, ati «Nimuhimbaze Pasika y'Uhoraho, Imana yanyu, nk'uko byanditswe muri iki gitabo cy'Isezerano.»

22Ntibari barigeze bakora umunsi mukuru wa Pasika nk'uwo, kuva Israheli yategekwa n'Abacamanza no mu gihe cyose cy'ingoma z'abami ba Israheli na Yuda.

23Mu mwaka wa cumi n'umunani w'ingoma y'umwami Yoziya, ni bwo bakoze uwo munsi mukuru wa Pasika y'Uhoraho, bawukorera i Yeruzalemu.

### Umwanzuro werekeye ingoma ya Yoziya
(2 Matek 35,20–27; 36,1)

24Kugira ngo Yoziya yubahirize amategeko yanditswe mu gitabo umuherezabitambo mukuru Hilikiyahu yabonye mu Ngoro y'Uhoraho, yirukanye abashitsi, abapfumu,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

amenagura amashusho y'ibigirwamana, n'ibindi bibi byose byo mu gihugu cya Yuda n'i Yeruzalemu arabyamagana.

25Nta wundi mwami wigeze abaho mbere ye wiyeguriye Imana nka we n'umutima we wose, n'amagara ye yose, n'imbaraga ze zose, nk'uko Itegeko rya Musa ryabisabaga, na nyuma ye nta wundi wabonetse bahwanye.

26Nyamara ariko Uhoraho ntiyacubije uburakari yari afitiye Yuda, abahoye ibyo Manase yamukoreye byose kugira ngo amurakaze.

27Ni yo mpamvu Uhoraho yavuze ati «Nzakura Yuda imbere yanjye nk'uko nahakuye Israheli, kandi nzihakana Yeruzalemu, umurwa nitoranyirije n'Ingoro nari naravugiyeho ko ari yo izabamo izina ryanjye.»

28Ibindi bigwi bya Yoziya n'ibyo yakoze byose, ntibyanditswe se mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Yuda?

29Ku ngoma ye ni bwo Farawo Neko, umwami wa Misiri, yagabye igitero ku ruzi rwa Efurati, agiye gutabara umwami w'Abanyashuru. Umwami Yoziya agenda agiye kumurwanya, ariko Farawo akimubona amwicira i Megido.

30Amaze gutanga, abagaragu be bahetse umurambo we mu igare, bawuvana i Megido bawujyana i Yeruzalemu, bawushyingura mu mva ye. Abaturage bafata Yowakazi mwene Yoziya, bamusiga amavuta maze baramwimika, azungura se ku ngoma.

### Yowakazi, umwami wa Yuda (609)

(2 Matek 36,2–4)

31Yowakazi yimye ingoma amaze imyaka makumyabiri n'itatu avutse, amara amezi atatu ari ku ngoma i Yeruzalemu. Nyina yitwaga Hamutali, umukobwa wa Yirimeyahu w'i Libuna.

32Yakurikije ingeso mbi zose z'abasekuruza be, akora ibidatunganiye Uhoraho.

33Farawo Neko yamufungiye i Ribula mu gihugu cya Hamati, agira ngo amukure ku ngoma i Yeruzalemu. Muri icyo gihe Farawo Neko ategeka igihugu cya Yuda gutanga umusoro w'amatalenta ijana ya feza n'amatalenta icumi ya zahabu.

34Yimika Eliyakimu mwene Yoziya, azungura se ku ngoma, ariko Farawo amuhindura izina, amwita Yoyakimu. Naho Yowakazi we aramufunga, amujyana mu Misiri agwayo.

35Yoyakimu aha Farawo feza na zahabu. Kugira ngo abone ibyategetswe na Farawo, ashyiraho umusoro mu gihugu: ahata abaturage bose gutanga feza na zahabu bakurikije ubutunzi bwa buri wese, nuko abiha Farawo Neko.

### Yoyakimu, umwami wa Yuda (609–598)

(2 Matek 36,5–8)

36Yoyakimu yimitswe amaze imyaka makumyabiri n'itanu avutse, amara imyaka

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

cumi n'umwe ari ku ngoma i Yeruzalemu. Nyina yitwaga Zebida, umukobwa wa Pedaya w'i Ruma.

37Yakoze ibidatunganiye Uhoraho, akurikiza ibyo abasekuruza be bakoraga byose.

## Icya kabiri cy'Abami 24

1Ku ngoma ye, Nebukadinetsari, umwami wa Babiloni, aratera. Yoyakimu amuyoboka imyaka itatu, hanyuma arahinduka aramugomera.

2Maze Uhoraho ateza Yoyakimu ibitero by'ingabo z'Abakalideya, iby'ingabo z'Abaramu, iby'ingabo z'Abamowabu n'iby'ingabo za bene Hamoni; ibyo bitero bitsemba Yuda nk'uko byari byarahanuwe n'abahanuzi, abagaragu b'Uhoraho.

3Ibyo byose byabaye kuri Yuda bitewe n'itegeko ry'Uhoraho utari agishaka kubabona imbere ye, abahoye ibicumuro bya Manase n'ibindi byose yakoze.

4Koko Manase yamennye amaraso y'abantu benshi b'intungane, ayasendereza umurwa wa Yeruzalemu, nuko Uhoraho yanga kubimubabarira.

5Ibindi bigwi bya Yoyakimu, n'ibyo yakoze byose, ntibyanditswe se mu gitabo cy'Amateka y'abami ba Yuda?

6Nuko Yoyakimu aratanga asanga abasekuruza be, umuhungu we Yoyakini amuzungura ku ngoma.

7Umwami wa Misiri we ntiyongeye kuva mu gihugu cye, kuko umwami wa Babiloni yari yarafashe ibihugu bye byose arabyigarurira, kuva ku mugezi wa Misiri kugera ku ruzi rwa Efurati.

### Yoyakini, umwami wa Yuda (598–597): Abayuda bajyanwa bunyagoubwa mbere

(2 Matek 36,9–10)

8Yoyakini yimitswe amaze imyaka cumi n'umunani avutse, amara amezi atatu ku ngoma i Yeruzalemu. Nyina yitwaga Nehushita, akaba umukobwa wa Elinatani w'i Yeruzalemu.

9Yakoze nabi imbere y'Uhoraho, nk'uko se yabigenjeje.

10Muri icyo gihe, abagaragu ba Nebukadinetsari, umwami wa Babiloni, batera Yeruzalemu; umurwa uragotwa.

11Nebukadinetsari, umwami wa Babiloni, ubwe arahaguruka, asanga ingabo zariho zigota uwo murwa.

12Nuko Yoyakini, umwami wa Yuda aritanga, yiha umwami wa Babiloni, we na nyina, n'abagaragu be, n'ibikomangoma bye n'abatware be. Umwami wa Babiloni arabafata arabafunga, ubwo hari mu mwaka wa munani w'ingoma ye.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[13]Nk'uko Uhoraho yari yarabivuze, umwami wa Babiloni asahura umutungo wose wo mu Ngoro y'Uhoraho n'uwo mu ngoro y'umwami; amenagura ibintu byose bya zahabu Salomoni, umwami wa Israheli, yari yakoreshereje Ingoro y'Uhoraho.

[14]Afata abaturage b'i Yeruzalemu, n'abatware babo bose, n'abantu b'abakungu, bose hamwe bagera ku bihumbi cumi, utabariyemo abanyabukorikori b'umuringa n'abacuzi bose; nuko ajya kubafungira mu gihugu cye. Ba rubanda rugufi ni bo bonyine basigaye aho i Yeruzalemu.

[15]Avana Yoyakini i Yeruzalemu ajya kumufungira i Babiloni, amujyanana na nyina, abagore be, ibikomangoma bye n'abatware b'igihugu.

[16]Abakungu bose bari ibihumbi birindwi, abanyabukorikori b'umuringa n'abacuzi bari igihumbi; abo bose umwami wa Babiloni abajyana bunyago i Babiloni hamwe n'abasirikare bose b'intwari.

[17]Nuko umwami wa Babiloni yimikira i Yeruzalemu Mataniya, se wabo wa Yoyakini, mu kigwi cye, ariko amuhindura izina amwita Sedekiya.

### Sedekiya, umwami wa Yuda (597–587)

(Yer 52,1–3; 2 Matek 36,11–13)

[18]Sedekiya yimitswe amaze imyaka makumyabiri n'umwe avutse, amara imyaka cumi n'umwe ari ku ngoma i Yeruzalemu. Nyina yitwaga Hamutali, umukobwa wa Irimeyahu w'i Libuna.

[19]Yakoze ibidatunganiye Uhoraho, nk'uko Yoyakimu yabigenjeje.

[20]Ni uburakari bw'Uhoraho bwatumye hatera ibyago i Yeruzalemu no muri Yuda, kugera ubwo Uhoraho yabajugunye kure ye.

### Nebukadinetsari atera i Yeruzalemu

(Yer 39,1–17; 52,4–11)

Nuko Sedekiya agomera umwami wa Babiloni.

## Icya kabiri cy'Abami 25

[1]Ku munsi wa cumi w'ukwezi kwa cumi mu mwaka wa cyenda w'ingoma ya Sedekiya, Nebukadinetsari, umwami wa Babiloni, yajyanye n'ingabo ze zose atera Yeruzalemu. Ahageze ahatuza ingabo ze, umugi wose ziwuzengurutsa imikingo miremire.

[2]Umurwa ntiwafatwa kugeza mu mwaka wa cumi n'umwe w'ingoma ya Sedekiya.

[3]Nuko mu mugi inzara irabiyogoza, abantu babura icyo barya. Ku munsi wa cyenda w'ukwezi kwa kane,

[4]ni bwo Abakalideya baciye icyuho mu rukuta rw'umugi ariko bumaze kwira ingabo zose za Yuda ziracika, n'ubwo Abakalideya bari bagose Yeruzalemu yose. Bagenda banyuze mu muryango uri hagati y'inkike zombi hafi y'umurima w'Umwami, bagenda berekeza iya Araba.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Nyamara ingabo z'Abakalideya zikurikira umwami, zimufatira mu kibaya cy'i
Yeriko; ingabo ze zose ziramutererana.

6Ingabo z'Abakalideya zifata umwami Sedekiya ziramuboha, zimushyira umwami wa
Babiloni wari i Ribula, amucira urubanza.

7Bahotorera abahungu ba Sedekiya imbere ye, hanyuma Nebukadinetsari anogora
Sedekiya mo amaso, bamubohesha umunyururu w'inyabubiri w'umuringa maze
bamujyana i Babiloni.

### Ifatwa rya Yeruzalemu; ijyanwa bunyago rya kabiri

(Yer 39,8–10; 52,12–27; 2 Matek 36,17–21)

8Ku munsi wa karindwi w'ukwezi kwa gatanu, mu mwaka wa cumi n'icyenda
w'ingoma ya Nebukadinetsari, umwami wa Babiloni, ni ho Nebuzaradani, umutware
w'abarinzi n'umugaragu w'umwami wa Babiloni, yinjiye muri Yeruzalemu.

9Atwika Ingoro y'Uhoraho n'ingoro y'umwami, n'amazu yose y'i Yeruzalemu, cyane
cyane ay'abantu bakomeye.

10Ingabo zose z'Abakalideya zari ziherekeje umutware w'abarinzi b'umwami,
zisenya inkike zari zikikije Yeruzalemu.

11Nebuzaradani, umutware w'abarinzi b'umwami, ajyana bunyago abantu bari
basigaye aho mu mugi, n'Abayuda bari biyeguriye umwami wa Babiloni, n'abandi
banyabukorikori bari basigaye.

12Umutware w'abarinzi asiga mu gihugu abantu bake muri rubanda rugufi gusa,
kugira ngo bahinge imizabibu n'imirima.

13Abakalideya bamenagura inkingi ebyiri z'umuringa zari imbere y'Ingoro
y'Uhoraho, n'ibitereko n'ikizenga cy'amazi by'umuringa byari biteretse imbere y'iyo
Ngoro, imiringa yabyo bayijyana i Babiloni.

14Bajyana n'amabesani, ibitiyo, ibyuma byo kuyora ivu, ibikombe n'ibindi bikoresho
byose by'umuringa byakoreshwaga mu Ngoro.

15Umutware wabo atwara ibyotezo by'imibavu n'ibyungo byari bicuzwe muri feza
no mu muringa.

16Ntawamenya uburemere bw'imiringa yavuye kuri za nkingi zombi, no ku kizenga
cy'amazi, no ku bitereko Salomoni yari yarakoreshereje Ingoro y'Uhoraho.

17Ubuhagarike bw'inkingi imwe bwari ubw'imikono cumi n'umunani; hejuru yayo
hari umutwe wacuzwe mu muringa ufite ubuhagarike bw'imikono itatu, wari
usobekeranyijeho imitako y'inshundura n'imbuto zitukura, byose bicuzwe mu
miringa. Inkingi ya kabiri na yo yasaga n'iya mbere.

18Umutware w'abarinzi b'umwami wa Babiloni afata Seraya umuherezabitambo


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mukuru, na Sefaniyahu umuherezabitambo wungirije, n'abarinzi batatu b'irembo.

19Arongera afata umutware w'ingabo, n'abantu batanu b'ibyegera by'umwami bari i Yeruzalemu, afata kandi n'umunyamabanga w'umutware w'ingabo, ari na we wari ushinzwe gutora muri rubanda abazajya ku rugamba, afata n'abagabo mirongo itandatu mu bari muri uwo mugi.

20Abo bose Nebuzaradani, umutware w'abarinzi b'umwami arabafunga, hanyuma abashyira umwami wa Babiloni i Ribula.

21Umwami wa Babiloni abakubitishiriza aho i Ribula mu gihugu cy'i Hamati maze arabicisha. Uko ni ko Yuda yajyanywe bunyago, bavanwa mu gihugu cyabo.

## Gedaliyahu, umutegeka w'igihugu cya Yuda

(Yer 40,7—41.18)

22Abantu Nebukadinetsari, umwami wa Babiloni, yari yarekeye mu gihugu cya Yuda, abaha uwitwa Gedaliyahu mwene Ahikamu, mwene Shafani, ngo abategeke.

23Abagaba bose n'ingabo zose, bamaze kumva ko umwami wa Babiloni yahaye ubutware uwitwa Gedaliyahu, barikora basanga Gedaliyahu i Misipa; abo bagaba b'ingabo ni: Ismaheli mwene Netaniya, na Yohanani mwene Kareya, na Seraya mwene Tanihumeti w'i Netofa, na Yazaniyahu w'i Maka.

24Gedaliyahu arabarahira bo n'abantu babo, ati «Ntimutinye kuba abagaragu b'Abakalideya! Mugume muri iki gihugu, mwumvire kandi mukorere umwami wa Babiloni, muzahamererwa neza.»

25Ariko mu kwezi kwa karindwi, Ismaheli mwene Netaniya, mwene Elishama, wo mu bwoko bwa cyami, azana n'abantu cumi, maze bica Gedaliyahu, hamwe n'Abayuda n'Abakalideya bari kumwe na we i Misipa.

26Nuko abantu bose, abakuru n'abato, abagaba b'ingabo, bafata inzira bajya mu Misiri kubera ko batinyaga Abakalideya.

## Evili-Merodaki ababarira Yoyakini

(Yer 52,31–34)

27Ku munsi wa makumyabiri n'irindwi w'ukwezi kwa cumi n'abiri, mu mwaka wa mirongo itatu n'irindwi w'ubunyagwe bwa Yoyakini, umwami wa Yuda, Evili-Merodaki, umwami wa Babiloni, ababarira Yoyakini, umwami wa Yuda, aramufungura. Uwo mwaka ni wo Evili-Merodaki yari yimitswemo.

28Amuganiriza gicuti kandi amuha intebe y'icyubahiro isumba iz'abandi bami bari hamwe i Babiloni.

29Amwambura imyambaro ya kinyururu, maze Yoyakini akajya asangira na we ku meza mu gihe yari akiriho.

30Umwami yemera kumuha ibimutunga buri munsi, mu gihe cyose yari akiriho.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# 1 Amateka

## Icya mbere cy'Amateka 1

### Kuva kuri Adamu kugera kuri Abrahamu

1Adamu, Seti, Enoshi,

2Kenani, Mahalaleli, Yeredi,

3Henoki, Matushalomu, Lameki,

4Nowa, Semu, Kamu na Yafeti.

5Bene Yafeti ni Gomeri, Magogi, Madayi, Yavani, Tubali, Mesheki na Tirasi.

6Bene Gomeri ni Ashikenazi, Rifati na Togarima.

7Bene Yavani ni Elisha, Tarishishi, Kitimu na Rodanimu.

8Bene Kamu ni Kushi, Misiri, Puti na Kanahani.

9Bene Kushi ni Seba, Havila, Sabuta, Rahema na Sabuteka; bene Rahema ni Sheba na Dedani.

10Kushi abyara Nemurodi, ari we ntwari ya mbere ku isi.

11Misiri abyara Abaludi, Abanamu, Abalehabu, Abanagutuwa,

12Abapaturusi, Abakasiluwa, n'Abakafutori, ari bo Abafilisiti bakomokaho.

13Kanahani abyara Sidoni ari we mfura ye, abyara na Heti,

14Umuyebuzi, Umuhemori, Umugirigashi,

15Umuhivi, Umwaruki, Umusini,

16Umwaruvadi, Umusemari, Umuhamati.

17Bene Semu ni Elamu, Ashuru, Arupagishadi, Ludi, Aramu. Bene Aramu ni Usi, Huli, Geteri, na Mesheki.

18Arupagishadi abyara Shelaki, naho Shelaki abyara Eberi.

19Kuri Eberi havuka abahungu babiri: uwa mbere yitwaga Pelegi, kuko mu gihe cye isi yagabanyijwemo imigabane, murumuna we yitwaga Yokitani.

20Yokitani abyara Alimodadi, Shelefi, Hasarimaweti, Yeraki,

21Hadoramu, Huza, Dikila,

22Ebali, Abimayeli, Saba,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

23Ofiri, Havila, na Yobabu. Abo bose ni bene Yokutani.

24Semu abyara Arupagishadi, Arupagishadi abyara Shela,

25Shela abyara Eberi, Eberi abyara Pelegi, Pelegi abyara Rewu,

26Rewu abyara Serugu, Serugu abyara Nahori, Nahori abyara Tera,

27Tera abyara Abramu ari we Abrahamu.

## Abakomoka kuri Abrahamu

28Bene Abrahamu ni Izaki na Ismaheli.

29Dore imiryango yabo: Imfura ya Ismaheli ni Nebayoti, hagakurikiraho Kedari, Adibiyeli, Mibusamu,

30Mishuma, Duma, Masa, Hadadi, Tema,

31Yeturi, Nafishi na Kedima. Abo ni bo bene Ismaheli.

32Bene Ketura, inshoreke ya Abrahamu ni aba: yabyaye Zimurani, Yokishani, Medani, Madiyani, Yishibaki na Shuwa. Bene Yokishani ni Sheba na Dedani.

33Bene Madiyani ni Eyifa, Eferi, Hanoki, Abida na Elida. Abo bose ni bo bene Ketura.

34Abrahamu abyara Izaki. Bene Izaki ni Ezawu na Israheli.

35Bene Ezawu ni Elifazi, Rehuweli, Yehushi, Yelamu na Kora.

36Bene Elifazi ni Temani, Omari, Sefo, Gayetamu, Kenazi, Timuna na Amaleki.

37Bene Rehuweli ni Nahati, Zerahi, Shama na Miza.

38Bene Seyiri ni Lotani, Shobali, Sibewoni, Ana, Dishoni, Eseri na Dishani.

39Bene Lotani ni Hori na Homamu. Mushiki wa Lotani yitwaga Timina.

40Bene Shobali ni Aluwani, Manahati, Ebali, Shefo na Onamu. Bene Sibewoni ni Aya na Ana.

41Mwene Ana ni Dishoni. Bene Dishoni ni Hamurani, Eshibani, Yitirani na Kerani.

42Bene Eseri ni Bilihani, Zawani, na Akwani. Bene Dishoni ni Husi na Arani.

## Abami n'abatware ba Edomu

43Dore abami bategetse igihugu cya Edomu mbere y'uko himikwa umwami w'Abayisraheli. Ni Bela mwene Bewori, kandi umurwa we witwaga Dinihaba.

44Bela yaratanze azungurwa na Yobabu mwene Zeraki w'i Bosira.

45Yobabu amaze gutanga azungurwa na Hushami wo mu gihugu cy'Abatemani.

46Hushami amaze gutanga azungurwa na Hadadi mwene Bedadi. Atsindira Madiyani

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mu ntambara y'i Mowabu. Umurwa we witwaga Awiti.

47 Hadadi amaze gutanga azungurwa na Samula w'i Masireka.

48 Samula amaze gutanga azungurwa na Shawuli w'i Rehoboti ku ruzi rwa Efurati.

49 Shawuli amaze gutanga azungurwa na Behali-Hanani mwene Akibori.

50 Behali-Hanani amaze gutanga azungurwa na Hadadi; umurwa we witwaga Pawu. Umugore we yitwaga Mehetabela, umukobwa wa Matiredi, mwene Mezahabu.

51 Hadadi yamaze gutanga maze Edomu iyoborwa n'abatware, ari bo: Timuna, Aluwa, Yeteti,

52 Oholibama, Ela, Pinoni,

53 Kenazi, Temani, Mibisari,

54 Magidiyeli, na Iramu. Abo ni bo batware ba Edomu.

## Icya mbere cy'Amateka 2

### Abakomoka kuri Yuda, mwene Israheli

1 Dore abana ba Israheli: ni Rubeni, Simewoni, Levi na Yuda; Isakari na Zabuloni;

2 Dani, Yozefu na Benyamini; Nefutali, Gadi na Asheri.

3 Bene Yuda ni Eri, Onani na Shela. Bose uko ari batatu yababyaranye n'umukobwa wa Shuwa w'Umukanahani. Ariko Eri, imfura ya Yuda, acibwa imbere y'Uhoraho, aramwicisha.

4 Umukazana wa Yuda, ari we Tamara amubyarira Pereshi na Zera. Bene Yuda bose hamwe bari batanu.

5 Bene Pereshi ni Hesironi na Hamuli.

6 Bene Zera ni Zimiri, Etani, Emani, Kalikoli na Darida, bose hamwe ni batanu.

7 Umuhungu wa Karumi ni Akari wateje ibyago Israheli mu gucumura akora ibyabujijwe.

8 Umuhungu wa Etani ni Azariya.

9 Abana bavutse kuri Hesironi ni Yerahumeyeli, Ramu na Kelubayi.

10 Ramu abyara Aminadabu, Aminadabu abyara Nahasoni, umutware wa bene Yuda.

11 Nahasoni abyara Salimu. Salimu abyara Bowozi.

12 Bowozi abyara Obedi. Obedi abyara Yese.

13 Yese abyara Eliyabu imfura ye, uwa kabiri ni Abinadabu, uwa gatatu ni Shimeya,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14uwa kane ni Netaneli, uwa gatanu ni Radayi,

15uwa gatandatu ni Osemu, uwa karindwi ni Dawudi.

16Bashiki babo bitwaga Seruya na Abigayila. Bene Seruya bari batatu: Abishayi, Yowabu na Asaheli.

17Abigayila abyara Amasa, kandi se wa Amasa yitwaga Yeteri w'Umwismaheli.

18Kalebu mwene Hesironi n'umugore we Azuba babyarana abana babiri: Isha na Yeriyoti. Dore abana babo: ni Yesheri, Shobabu na Aridoni.

19Azuba amaze gupfa, Kalebu arongora Efurata babyarana Huri.

20Huri abyara Uri, naho Uri abyara Besaleli.

21Hanyuma Hesironi wari ufite imyaka mirongo itandatu y'amavuko yuzura n'umukobwa wa Makiri, se wa Gilihadi, maze amugira umugore; babyarana Segubi.

22Segubi abyara Yayiri, wagize insisiro makumyabiri n'eshatu mu gihugu cya Gilihadi.

23Nyamara abami b'i Geshuri na Aramu bigaruriye izo nsisiro za Yayiri, hamwe n'umugi wa Kenati n'insisiro mirongo itandatu ziwukikije. Abo bose bari bene Makiri se wa Gilihadi.

24Nyuma y'urupfu rwa Hesironi, Kalebu acyura Efurata muka se Hesironi, babyarana Ashehuri se wa Tekowa.

25Bene Yerahumeyeli imfura ya Hesironi ni Ramu, imfura ye, na Buna, Oreni, Osemu na Ahiya.

26Yerahumeyeli yari afite undi mugore witwaga Atara; ni we nyina wa Onamu.

27Bene Ramu, imfura ya Yerahumeyeli, ni Mayasi, Yamini na Ekeri.

28Bene Onamu bari Shamayi na Yada; kandi bene Shamayi ni Nadabu na Abishuri.

29Umugore wa Abishuri yitwaga Abihayila, kandi yamubyariye Ahibani na Molidi.

30Bene Nadabu ni Seledi na Apayimu. Seledi yapfuye bucike.

31Mwene Apayimu ni Yisheyi. Mwene Yisheyi ni Sheshani. Mwene Sheshani ni Alayi.

32Bene Yada, umuvandimwe wa Shamayi, ni Yeteri na Yonatani. Yeteri yapfuye bucike.

33Bene Yonatani ni Peleti na Zaza. Ni bo bari bene Yerahumeyeli.

34Sheshani ntiyabyaye abahungu ariko yari afite abakobwa. Sheshani yari afite umucakara w'Umunyamisiri witwaga Yara.

35Sheshani ashyingira umukobwa we Yara, umucakara we, maze amubyaraho Atayi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

36Atayi abyara Natani, Natani abyara Zabadi.

37Zabadi abyara Efulali. Efulali abyara Obedi.

38Obedi abyara Yehu. Yehu abyara Azariya.

39Azariya abyara Helesi. Helesi abyara Eleyasa.

40Eleyasa abyara Sisimayi. Sisimayi abyara Shalumi.

41Shalumi abyara Yekamiya. Yekamiya abyara Elishama.

42Bene Kalebu umuvandimwe wa Yerahumeyeli, ni Mesha w'imfura ye, akaba na se wa Zifu, na Maresha se wa Heburoni.

43Bene Heburoni ni Kora, Tapuwa, Rekemu na Shema.

44Shema abyara Rahamu se wa Yorikeyamu, Rekemu abyara Shamayi.

45Mwene Shamayi ni Mawoni, kandi Mawoni ni we se wa Betisuri.

46Efa, inshoreke ya Kalebu, abyara Harani, Mosa na Gazezi. Harani abyara Gazezi.

47Bene Yadayi ni Regemu, Yotamu, Geshani, Peleti, Eyifa na Shafi.

48Mayaka, inshoreke ya Kalebu, abyara Sheberi na Tirana.

49Abyara kandi Shafi se wa Madumana, na Shewa wabyaye Makubena na Gibeya. Umukobwa wa Kalebu yitwaga Akisa.

50Abo ni bo bari bene Kalebu. Bene Huri imfura ya Efurata ni Shobali washinze Kiriyati-Yeyarimu;

51Salima washinze Betelehemu; Harefu washinze Betigaderi.

52Shobali washinze Kiriyati- Yeyarimu yabyaye abana barimo Harowe, ari we igice cya kabiri cy'Abamanahi gikomokaho,

53hamwe n'imiryango y'i Kiriyati-Yeyarimu, ari yo Abayitiri, Abaputi, Abashumati, n'Abamishurayi. Ni bo Abasoreya n'Abeshitayoli bakomotsemo.

54Bene Salima ni Betelehemu, Abanetofa, Ataroti-Betiyowabu, igice cy'Abamanahi, Abasoreya,

55n'imiryango y'Abasofiri batuye i Yabesi, Abatireya, Abashimeya, n'Abasuka. Ni Abakeniti bakomotse kuri Hamati, umukuru w'inzu ya Rekabu.

## Icya mbere cy'Amateka 3

### Abakomoka kuri Dawudi

1Dore bene Dawudi yabyariye i Heburoni: uw'imfura yitwaga Aminoni, yabyaranye na Ahinowamu w'i Yizireyeli; uwa kabiri ni Daniyeli wa Abigayila w'i Karumeli;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2uwa gatatu ni Abusalomu mwene Maka, umukobwa wa Talimayi, umwami wa Geshuri; uwa kane ni Adoniya mwene Hagita;

3uwa gatanu ni Shefatiya wa Abitali; uwa gatandatu ni Yitereyamu wo ku mugore we Egula.

4Bose uko ari batandatu bavukiye i Heburoni. Aho ngaho Dawudi yahamaze imyaka irindwi n'amezi atandatu ari ku ngoma, naho mu gihe cy'imyaka mirongo itatu n'itatu yari ku ngoma i Yeruzalemu.

5Ngaba abo yabyariye i Yeruzalemu: ni Shimeya, Shobabu, Natani na Salomoni, bose uko ari bane babyawe na Batishuwa, umukobwa wa Amiyeli.

6Hakurikiraho Yibuhari, Elishuwa, Elifaleti,

7Noga, Nefegi, Yafiya,

8Elishama, Eliyada na Elifeleti. Bose hamwe ni icyenda.

9Abo ni bo bene Dawudi bose, uretse abakomoka ku bagore b'inshoreke. Tamara yari mushiki wabo.

10Dore amazina y'abakomoka kuri Salomoni, uko bakurikiranye: ni Robowamu, Abiya, Asa, Yozafati,

11Yoramu, Okoziya, Yowasi,

12Amasiya, Azariya, Yotamu,

13Akhazi, Hezekiya, Manase,

14Amoni, Yoziya.

15Bene Yoziya: uw'imfura ni Yohanani, uwa kabiri ni Yoyakimu, uwa gatatu ni Sedekiya, uwa kane ni Shalumi.

16Bene Yoyakimu ni Yekoniya na Sedekiya.

17Bene Yekoniya wari imfungwa i Babiloni ni Sheyalutiyeli,

18Malikiramu, Pedaya, Shenasari, Yekamiya, Hoshama na Nedabiya.

19Bene Pedaya ni Zorobabeli na Shimeyi. Bene Zorobabeli ni Meshulamu, Hananiya na mushiki wabo Shelomita.

20Bene Meshulamu ni Hashuba, Oheli, Berekiya, Hasadiya, Yushabuhesedi: bose hamwe ni batanu.

21Bene Hananiya ni Pelatiya, Yeshaya, Arinani, Obadiya, na Shekanya.

22Bene Shekanya ni Shemaya, Hatushi, Yigeyali, Bariya, Neyariya na Shafati: bose hamwe ni batandatu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

23Bene Neyariya ni Eliyonayi, Hizikiya na Azurikamu: bose hamwe ni batatu.

24Bene Eliyonayi ni Hodayiwahu, Eliyashibu, Pelaya, Akubu, Yohanani, Delaya na Anani: bose hamwe ni barindwi.

## Icya mbere cy'Amateka 4

### Irindi rondora ry'abakomoka kuri Yuda

1Bene Yuda ni Pereshi, Hesironi, Karumi, Huri na Shobali.

2Rehaya mwene Shobali abyara Yahati; Yahati abyara Ahumayi na Lahadi: ni bo Abasoreya bakomokaho.

3Dore bene Huri, se wa Etamu: ni Yizireyeli, Yishuma na Yidubashi, mushiki wabo yitwaga Haseleluponi.

4Hakurikiraho Penuweli washinze Gedori, na Ezeri washinze Husha. Abo ni bo bari bene Huri, imfura ya Efurata, washinze Betelehemu.

5Ashehuri washinze Tekowa yatunze abagore babiri: Heleya na Nahara.

6Nahara amubyarira Ahuzamu, Heferi, Abatimina n'Abahashutari. Bari bene Nahara.

7Bene Heleya ni Sereti, Sohari na Etunani.

8Kosi abyara Anubi na Hasobeba n'ubwoko bwa Aharaheli mwene Harumi.

9Yabeshi yari afashwe neza kurusha abavandimwe be, kandi nyina yari yaramwise izina rya Yabeshi, agira ati «Nabyaranye ububabare.»

10Yabeshi yambaza Imana ya Israheli, avuga ati «Niba koko umpaye umugisha, uzagura igihugu cyanjye, uzampozeho ukuboko kwawe, kandi uzandinde ibyago kugira ngo ntazababara.» Nuko Imana imwuzuriza ibyo yari yasabye.

11Kelubu, umuvandimwe wa Shuha, abyara Mehiri wabaye se wa Eshitoni.

12Eshitoni abyara Betirafa, Paseya na Tehina washinze Irunahashi. Ni bo bantu b'i Rekabu.

13Bene Kenazi ni Otinyeli na Seraya. Bene Otinyeli ni Hatati na Mewonatayi.

14Mewonatayi abyara Ofura, naho Seraya abyara Yowabu washinze Geharashimu, kuko bari abanyabukorikori.

15Bene Kalebu umuhungu wa Yefune ni Iru, Ela na Nahamu. Mwene Ela ni Kenazi.

16Bene Yehaleleli ni Zifu, Zifa, Tiriya na Azareli.

17Bene Ezira ni Yeteri, Meredi, Eferi na Yaloni. Dore kandi abahungu ba Bitiya, umukobwa wa Farawo, wari warashakanye na Meredi: ni Miriyamu, Shamayi na Yishuba washinze Eshitemowa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

18Umugore we w'Umuyudakazi abyara Yeredi washinze Gedori, Heberi washinze Soko, na Yekutiyeli washinze Zanowa.

19Abahungu ba muka Hodiya, mushiki wa Nahamu, ni Umugarumi washinze Keyila, n'Umumahaka washinze Eshitemowa.

20Bene Shimoni ni Amunoni, Rina, Benihanani na Tiloni. Bene Yisheyi ni Zoheti na Benizoheti.

21Bene Shela, umuhungu wa Yuda, ni Eri washinze Leka, Layeda washinze Maresha, imiryango yose y'ababohera imyenda ya hariri i Betashebaya,

22Yokimu, abantu b'i Kozeba, Yowashi, na Sarafi, bategekaga i Mowabu bakagaruka i Betelehemu — ni ibintu bya kera — ;

23bari ababumbyi baturaga i Netayimu n'i Sedera; bari bahaturanye n'umwami bamukorera.

### Abakomoka kuri Simewoni

24Bene Simewoni ni Nemweli, Yamini, Yaribi, Zera, Shawuli.

25Abakomoka kuri Shawuli ni Shalumi, Mibusamu, Mishuma.

26Bene Mishuma ni Hamweli, Zakuri na Shimeyi.

27Shimeyi yabyaye abahungu cumi na batandatu n'abakobwa batandatu; ariko abavandimwe be ntibabyaye abana benshi, imiryango yabo yose ntiyari myinshi nk'iy'Abayuda.

28Bari batuye i Berisheba, Molada, Hasari-Shuwali,

29Biloha, Esemu, Toladi,

30Betuweli, Horima, Sikilage,

31Betimarukaboti, Hasari-Susimu, Betibireyi, Sharayimu. Ni yo yari imigi yabo kugeza ku ngoma ya Dawudi,

32naho insisiro zabo zari Etamu, Ayini, Rimoni, Tokeni na Ashani: zari eshanu,

33kandi izo nsisiro zabo zose zari zikikije iyo migi kugeza i Balata. Ni zo zari inturo zabo kandi ni ryo rondora ry'ibisekuruza byabo bwite.

34Meshobabu, Yamuleki, Yosha mwene Amasiya,

35Yoweli, Yehu mwene Yoshibiya, Seraya mwene Asiyeli,

36Eliyonayi, Yakoba, Yeshohaya, Asaya, Adiyeli, Yesimiyeli, Benaya,

37Ziza mwene Shifeyi, mwene Aloni, mwene Yedaya, mwene Shimiri, mwene Shemaya:

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

38abo bamaze kurondorwa bari abatware b'imiryango yabo kandi imiryango yabo yariyongereye cyane.

39Barimutse bava i Gerari bagera mu burasirazuba bw'ikibaya bashaka ubwatsi bw'amatungo yabo;

40babona ubwatsi butoshye kandi bwiza n'igihugu cyari kigari, gifite ituze n'amahoro, kuko abari bahatuye kera bakomokaga kuri Kamu.

41Abo bantu bamaze kuvugwa, baraje mu gihe cya Hezekiya, umwami wa Yuda, nuko basenya amahema n'ubuhungiro bw'abo bari bahasanze, babakoresha ibibujijwe kugera na n'ubu. Babazungura rero mu gihugu cyabo kuko cyarimo ubwatsi bw'amatungo yabo magufi.

42Bamwe muri bene Simewoni bajya ku musozi wa Seyiri: bari abagabo magana atanu bari bayobowe na Pelatiya, Neyariya, Refaya na Uziyeli, ari bo bene Yisheyi.

43Bica Abameleki bari bacitse ku icumu, nuko batura aho kugeza uyu munsi.

## Icya mbere cy'Amateka 5

### Abakomoka kuri Rubeni

1Rubeni yari imfura ya Israheli, ariko amaze kuryamana na muka se, uburenganzira bwe bw'umwana w'imfura buhabwa bene Yozefu, mwene Israheli, nuko Rubeni abura atyo uburenganzira bw'umwana w'imfura.

2Naho Yuda we, yaruse abavandimwe be kandi kuri we havutse igikomangoma, nyamara uburenganzira bw'umwana w'imfura bwakomeje kuba ubwa Yozefu.

3Bene Rubeni, imfura ya Israheli, ni Hanoki, Palu, Hesironi na Karumi.

4Abakomoka kuri Yoweli uko bakurikiranye, ni Shemaya, Gogi, Shimeyi,

5Mika, Reyaya, Behali,

6Beyera wanyazwe na Tegalati-Falazari, umwami w'Ashuru. Yoweli uwo yari igikomangoma muri bene Rubeni.

7Abavandimwe be, hakurikijwe imiryango yabo uko yanditswe mu irondora ry'ibisekuruza, ni Yeweli wari umutware, Zekariyahu,

8na Bela mwene Azazi, mwene Shema, mwene Yoweli. Bene Rubeni bari batuye kuva i Aroweri kugera kuri Nebo na Behali-

Mewoni.

9Iburasirazuba, bari batuye kuva ku ruzi rwa Efurati kugera ku butayu, kuko amatungo yabo yari menshi mu gihugu cya Gilihadi.

10Mu gihe cya Sawuli barwana n'Abahaguri barabica, maze batura mu mahema yabo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ku butaka bwose bw'iburasirazuba bwa Gilihadi.

### Abakomoka kuri Gadi

11Bene Gadi batura babitegeye mu gihugu cya Bashani kugeza i Salika:

12umukuru yari Yoweli, uwa kabiri ari Shafamu, hakurikiraho Yenayi na Shafati i Bashani.

13Abavandimwe babo, hakurikijwe imiryango yabo, bari Mikayeli, Meshulamu, Sheba, Yorayi, Yakani, Ziya na Eberi: bari barindwi.

14Ngaba bene Abihayili, umuhungu wa Huri, mwene Yarowa, mwene Gilihadi, mwene Mikayeli, mwene Yeshishayi, mwene Yahudo, mwene Buzi.

15Ahi mwene Abudiyeli, mwene Guni, yari umutware w'imiryango yabo.

16Bari batuye muri Gilihadi, muri Bashani no mu nsisiro zaho, mu bwatsi bwose bw'i Sharoni kugera ku mipaka yayo.

17Bose babaruwe mu gihe cya Yotamu, umwami wa Yuda, no mu gihe cya Yerobowamu, umwami wa Israheli.

18Bene Rubeni, Abagadi n'igice cya kabiri cy'umuryango wa Manase, bari barimo abagabo b'intwari bitwaza ingabo n'inkota, barashisha imiheto kandi bazi iby'intambara — abashoboraga kujya ku rugamba bari abagabo ibihumbi mirongo ine na bine na magana arindwi na mirongo itandatu.

19Barwanyije Abahaguri i Yaturi, i Nafishi, i Nodabu.

20Baratabawe, maze Abahaguri batabwa mu maboko yabo hamwe n'abo bari kumwe bose, kuko mu gihe barwanaga batakambiye Imana irabumva kubera ko bari bayifitiye icyizere.

21Bafata amatungo yabo: yari ingamiya ibihumbi mirongo itanu, amatungo magufi ibihumbi magana abiri na mirongo itanu, indogobe ibihumbi bibiri, ndetse n'abantu ibihumbi ijana.

22Abantu benshi baratsindwa, baricwa, kuko Uhoraho yari yiyoboreye urwo rugamba. Babazungura mu byabo kugeza ubwo bajyanywe bunyago.

### Abakomoka kuri Manase hakurya ya Yorudani

23Abantu b'igice cya kabiri cy'umuryango wa Manase bari batuye mu gihugu kiva kuri Bashani kikagera kuri Behali-Herimoni, Seniri n'umusozi wa Herimoni: bari benshi rwose.

24Ngaba abatware b'amazu yabo: ni Eferi, Yisheyi, Eliyeli, Azuriyeli, Yirimeya, Hodaviya na Yahudiyeli. Bari abagabo b'intwari, bakaba n'ibirangirire, kandi ni bo batwaraga amazu yabo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

25Nyamara bahemukiye Imana y'abasekuruza babo, bararikira imana
z'abanyamahanga Uhoraho yari yararimbuye imbere yabo.

26Nuko Imana y'Abayisraheli ibaterereza Pulu, umwami w'Abanyashuru, na Tegalati-
Falazari , umwami w'Abanyashuru, banyaga Abarubeni, n'Abagadi, n'igice cya kabiri
cy'umuryango wa Manase, babajyana i Hala, i Habori, no ku ruzi rwa Gozani, na n'ubu
baracyariyo.

### Abakomoka kuri Levi: Abaherezabitambo bakuru

27Bene Levi ni Gerishomu, Kehati na Merari.

28Bene Kehati ni Amuramu, Yishari, Heburoni na Uziyeli.

29Bene Amuramu ni Aroni, Musa na Miriyamu. Bene Aroni ni Nadabu, Abihu,
Eleyazari na Itamari.

30Eleyazari abyara Pinehasi; Pinehasi abyara Abishuwa;

31Abishuwa abyara Buki; Buki abyara Uzi;

32Uzi abyara Zerahiya; Zerahiya abyara Merayoti;

33Merayoti abyara Amariya; Amariya abyara Ahitubi;

34Ahitubi abyara Sadoki; Sadoki abyara Ahimasi;

35Ahimasi abyara Azariya; Azariya abyara Yohanani;

36Yohanani abyara Azariya. Ni we wabaye umuherezabitambo mu Ngoro Salomoni
yubatse i Yeruzalemu.

37Azariya abyara Amariya; Amariya abyara Ahitubi;

38Ahitubi abyara Sadoki; Sadoki abyara Shalumi;

39Shalumi abyara Hilikiya; Hilikiya abyara Azariya;

40Azariya abyara Seraya; Seraya abyara Yehosadaki;

41Yehosadaki yagiye igihe Uhoraho abateje Nebukadinetsari, akanajyana bunyago
Yuda na Yeruzalemu.

## Icya mbere cy'Amateka 6

### Abandi bakomoka kuri Levi

1Bene Levi ni Gerishomu, Kehati na Merari.

2Amazina ya bene Gerishomu ni aya: Libini na Shimeyi.

3Bene Kenati ni Amuramu, Yisehari, Heburoni na Uziyeli.

4Bene Merari ni Mahuli na Mushi. Iyo ni yo miryango ya Levi, hakurikijwe

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

abasekuruza babo.

5Abakomoka kuri Gerishomu uko bakurikiranye ni Libini, Yahati, Zima,

6Yowa, Ido, Zera na Yewotarayi.

7Bene Kehati uko bakurikiranye ni Aminadabu, Kore, Asiri,

8Elikana, Ebiyasafi, Asiri,

9Tahati, Uriyeli, Uziya, na Shawuli.

10Bene Elikana ni Amasayi na Ahimoti.

11Abakomoka kuri Ahimoti uko bakurikirana ni Elikana, Sofayi, Nahati,

12Eliyabu, Yerohamu, Elikana, Samweli.

13Bene Samweli ni Yoweli w'imfura ye, uwa kabiri ni Abiya.

14Abakomoka kuri Merari uko bakurikiranye ni Mahuli, Libuni, Shimeyi, Uza,

15Shimeya, Hagwiya, na Asaya.

### Abaririmbyi

16Ngaba abo Dawudi yashinze iby' indirimbo mu Ngoro y'Uhoraho, Ubushyinguro bukimara kugera mu buruhukiro.

17Bari bashinzwe kuririmbira imbere y'inzu y'ihema ry'ibonaniro kugeza ubwo Salomoni yubatse Ingoro y'Uhoraho i Yeruzalemu, bagatunganya umurimo wabo bakurikije itegeko ryabo.

18Ngaba abatunganyaga uwo murimo kimwe n'abahungu babo. Muri bene Kehati hari Hemani w'umuririmbyi, mwene Yoweli, mwene Samweli,

19mwene Elikana, mwene Yerohamu, mwene Eliyeli, mwene Towa,

20mwene Sufi, mwene Elikana, mwene Mahati, mwene Amasayi,

21mwene Elikana, mwene Yoweli, mwene Azariya, mwene Sefaniya,

22mwene Tahati, mwene Asiri, mwene Ebiyasafu, mwene Kore,

23mwene Yisehari, mwene Kehati, mwene Levi, mwene Israheli.

24Hanyuma hari umuvandimwe we wahagararaga iburyo bwe, ni Asafu mwene Berekiyahu, mwene Shimeya,

25mwene Mikayeli, mwene Bahaseya, mwene Malikiya,

26mwene Etuni, mwene Zera, mwene Adaya,

27mwene Etani, mwene Zima, mwene Shimeyi,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

28mwene Yahati, mwene Gerishomu, mwene Levi.

29Abavandimwe babo bene Merari bari ku ruhande rw'ibumoso, ni Etani mwene Kishi, mwene Abudi, mwene Maluki,

30mwene Hashabiya, mwene Amasiya, mwene Hilikiya,

31mwene Amusi, mwene Bani, mwene Shemeri,

32mwene Mahuli, mwene Mushi, mwene Merari, mwene Levi.

### Abandi Balevi

33Abavandimwe babo b'Abalevi bakoraga imirimo yose yo mu ihema ry'Ingoro y'Uhoraho.

34Aroni n'abahungu be batwikiraga ibitambo ku rutambiro rw'ibitambo bitwika, no ku rutambiro rw'imibavu, bakamenya ikintu cyose cyerekeye icyumba gitagatifu rwose, bagakora imihango yo gusabira imbabazi Abayisraheli, bakurikije ibyategetswe byose na Musa, umugaragu w'Imana.

35Ngaba abakomoka kuri Aroni uko bakurikiranye: ni Eleyazari, Pinehasi, Abishuwa,

36Buki, Uzi, Zerahiya,

37Merayoti, Amariya, Ahitubi,

38Sadoki na Ahimasi.

### Imigi yahawe abakomoka kuri Aroni

39Dore uko bagiye batura hakurikijwe ingando zabo mu gihugu cyabo. Bene Aroni bo mu nzu y'Abakehati — kuko umugabane wabo wari uwa mbere —

40bahawe Heburoni mu gihugu cya Yuda n'imirima rusange yaho.

41Ariko ahakikije umugi n'insisiro zaho babiha Kalebu mwene Yefune.

42Baha bene Aroni umugi w'ubuhungiro ari wo Heburoni, babaha na Libuna, Yatiri, Eshitemowa,

43Hilezi, Debiri,

44Ashani, Betishemeshi n'imirima rusange yaho.

45Babahaye na Alemeti na Anatoti, bayivanye mu munani wa Benyamini, hamwe n'imirima rusange yaho. Imigi yabo yose hamwe ni cumi n'itatu bahawe hakurikijwe amazu yabo.

### Imigi yahawe bene Levi bandi

46Hakoreshejwe ubufindo, bene Kehati bandi bahawe umugabane w'imigi cumi ivanywe mu munani w'umuryango wa Efurayimu, uw'umuryango wa Dani n'uw'igice


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

cya kabiri cy'umuryango wa Manase, babihabwa hakurikijwe amazu yabo.

47Bene Gerishomu, hakurikijwe amazu yabo bahawe imigi cumi n'itatu ivanywe mu munani w'umuryango wa Isakari, uw'umuryango wa Asheri, uw'umuryango wa Nefutali n'uw'umuryango wa Manase, i Bashani.

48Bene Merari, hakurikijwe amazu yabo, bahawe umugabane w'imigi cumi n'ibiri ivanywe mu munani w'umuryango wa Rubeni, uw'umuryango wa Gadi no mu uw'umuryango wa Zabuloni.

49Iyo migi yose Abayisraheli bayeguriye Abalevi, bayibahana n'imirima rusange yaho.

50Hari n'indi migi bahaweho umugabane hakoreshejwe ubufindo, ivanywe mu munani w'umuryango wa Yuda, mu uw'umuryango wa Simewoni no mu uw'umuryango w'Ababenyamini, maze bayitirira amazina yabo.

51Andi mazu ya bene Kehati ahabwa imigi yabo hagati mu muryango wa Efurayimu.

52Umugi w'ubuhungiro bahawe ni Sikemu, n'imirima rusange yaho, mu misozi ya Efurayimu; bahabwa na Gezeri,

53Yokimeyamu, Betihoroni,

54Ayaloni, Gati-

Rimoni, hamwe n'imirima rusange yaho.

55Naho mu gice cya kabiri cy'umuryango wa Manase, bahawe Aneri na Bileyamu hamwe n'imirima rusange yaho. Ibyo byose byari iby'inzu za bene Kehati bandi.

56Bene Gerishomu, hakurikijwe amazu yabo, mu gice cya kabiri cy'umuryango wa Manase bahawe Golani muri Bashani, na Ashitaroti.

57Mu muryango wa Isakari bahabwa Kedeshi, Daberati,

58Ramoti na Anemu.

59Mu muryango wa Asheri, bahawe Mashali, Abudoni,

60Hukoki na Rehobu.

61Naho mu muryango wa Nefutali bahabwa Kedeshi muri Galileya, Hamoni na Kiryatayimu. Iyo migi yose bayihanywe n'imirima rusange yaho.

62Bene Merari bandi, mu muryango wa Zabuloni, bahawe Rimoni na Taboru.

63Hakurya ya Yorudani mu burasirazuba bwayo hafi ya Yeriko, mu muryango wa Rubeni, bahabwa Beseri mu butayu, Yahisa,

64Kedemoti na Mefata.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

65Naho mu muryango wa Gadi, bahawe Ramoti y'i Gilihadi, Mahanayimu,

66Heshiboni na Yezeri. Iyo migi yose bayihanywe n'imirima rusange yayo.

## Icya mbere cy'Amateka 7

### Abakomoka kuri Isakari

1Bene Isakari ni Tola, Puwa, Yashubu na Shimuroni: ni bane.

2Bene Tola ni Uzi, Refaya, Yeriyeli, Yahumayi, Yibusamu na Shemweli, ni bo bari abatware b'imiryango ya Tola; mu gihe cya Dawudi ababakomokagaho bari ibihumbi makumyabiri na bibiri na magana atandatu.

3Mwene Uzi ni Yizirahiya. Bene Yizirahiya ni Mikayeli, Obadiya, Yoweli, Yishiya, bose hamwe ni batanu.

4Ni bo bategekaga abantu ibihumbi mirongo itatu na bitandatu b'intwari bagabanijwe hakurikijwe amazu yabo, kuko harimo abagore n'abana benshi.

5Abavandimwe babo, bo mu mazu yose ya Isakari, bari abagabo b'intwari ibihumbi mirongo inani na birindwi, hakurikijwe ibarurwa ryabo.

### Abakomoka kuri Benyamini na Nefutali

6Bene Benyamini ni Bela, Bekeri, Yediyayeli: ni batatu.

7Bene Bela ni Esiboni, Uzi, Uziyeli, Yerimoti na Iri, ni batanu. Bari abatware b'amazu n'abagabo b'intwari; mu mazu yabo bamaze kubabara, basanze hari abantu ibihumbi makumyabiri na bibiri na mirongo itatu na bane.

8Bene Bekeri ni Zemira, Yowashi, Eliyezeri, Eliyowenayi, Omari, Yeremoti, Abiya, Anatoti na Alemeti; abo bose ni bo bene Bekeri.

9Mu mazu yabo bamaze kubabara, basanze hari abagabo b'intwari ibihumbi makumyabiri na magana abiri.

10Mwene Yediyayeli ni Biluhani. Bene Biluhani ni Yewushi, Benyamini, Ehudi, Kenahana, Zetani, Tarishishi na Ahishahari.

11Abo bose ni bo bene Yadiyayeli, abatware b'amazu, bategekaga abagabo ibihumbi cumi na birindwi na magana abiri b'intwari, mu bakereye urugamba.

12Shupimu na Hupimu bari bene Iri, naho Hushimu yari mwene Aheri.

13Bene Nefutali ni Yahasiyeli, Guni, Yeseri na Shalumi. Bari bene Biliha.

### Abakomoka kuri Manase hakuno ya Yorudani

14Bene Manase ni Asiriyeli wabyawe n'Umwaramukazi w'inshoreke ye; ibyara na Makiri se wa Gilihadi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Abahungu be Hupimu na Shupimu, Makiri abashakira abagore. Mushiki we yitwaga
Mahaka. Undi mwana we ni Selofehadi kandi Selofehadi yabyaye abakobwa gusa.

16Mahaka, umugore wa Makiri, yabyaye umuhungu amwita Pereshi; umuvandimwe
we yitwaga Shereshi, wabyaye Ulamu na Rekemu.

17Mwene Ulamu ni Bedani. Abo ni bo bene Gilihadi, umuhungu wa Makiri mwene
Manase.

18Mushiki we Moleketa abyara Ishehodi, Abiyezeri na Mahula.

19Bene Shemida ni Ahiyani, Shekemu, Likihi na Ayiyamu.

### Abakomoka kuri Efurayimu

20Abakomoka kuri Efurayimu uko bakurikiranye ni Shutela, Beredi, Tahati, Elada,
Tahati,

21Zabadi na Shutela. Efurayimu yabyaye kandi Ezeri na Eleyadi; abo bombi, abantu
b'i Gati barabishe kuko bari bamanutse bakajya mu gihugu cyabo gushimuta
amatungo.

22Se Efurayimu abaririra iminsi myinshi maze abavandimwe be baza kumuhoza.

23Asanga umugore we; umugore arasama kandi abyara umwana w'umuhungu yise
Beriya kuko yari yasigaye iwe mu byago bye.

24Umukobwa we yitwaga Shera wubatse Betihoroni y'epfo n'iya ruguru, na Uzeni-
Shera.

25Abakomoka kuri Beriya, uko bakurikiranye ni Refa, Reshefu, Tela, Tahani,

26Ladani, Amihudi, Elishama,

27na Nuni, se wa Yozuwe.

28Umunani bene Efurayimu bahawe ni Beteli n'insisiro zayo, iburasirazuba ni
Naharani, iburengerazuba ni Gezeri n'insisiro zayo, Sikemu n'insisiro zayo kugera i
Aya n'insisiro zayo.

29Bene Manase bari bafite na Betisheyani, Tanaki, Megido, na Dori hamwe n'insisiro
zaho. Iyo migi ni yo bene Yozefu, mwene Israheli, bari batuyemo.

### Abakomoka kuri Asheri

30Abakomoka kuri Asheri ni Yimuna, Yishwa, Yishiwi, Beriya na mushiki wabo Sera.

31Bene Beriya ni Heberi na Malikiyeli wabyaye Birizayiti.

32Heberi abyara Yafuleti, Shomeri, Hotamu na Shuwa mushiki wabo.

33Bene Yafuleti ni Pasaki, Bimuhali na Ashuwati. Abo ni bo bene Yafuleti.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

34Bene Shomeri, umuvandimwe we, ni Ruhuga, Huba na Aramu.

35Bene Helemu, umuvandimwe we, ni Sofa, Yimuna, Sheleshi na Amali.

36Bene Sofa ni Suwa, Harineferi, Shuwali, Beri, Yimura,

37Beseri, Hodi, Shama, Shilusha, Yitirani na Bera.

38Bene Yitirani ni Yefune, Pisipa na Ara.

39Bene Ula ni Ara, Hanyeli na Risiya.

40Abo bose ni bene Asheri, bari abakuru b'amazu, bakaba abanyembaraga n'abagabo b'intwari; bamaze kubarura abo mu mazu yabo, basanze abajya ku rugamba ari abagabo ibihumbi makumyabiri na bitandatu.

## Icya mbere cy'Amateka 8

### Irindi rondora ry'abakomoka kuri Benyamini

1Benyamini abyara Bela w'imfura ye, Ashubeli ni uwa kabiri, Ahura ni uwa gatatu,

2Noha ni uwa kane na Rafa ni uwa gatanu.

3Bela abyara abahungu ari bo: Adari, Gera se wa Ehudi,

4Abishuwa, Nahamani, Ahowa,

5Gera, Shefutani na Huramu.

6Aba ni bo bene Ehudi, ni bo babaye abatware b'amazu y'abaturage b'i Geba, kandi babahungishiriza i Manahati:

7ni Nahamani, Ahiya na Gera (ni we wabahungishije) kandi abyara Uza na Ahihudi.

8Sharayimu yirukanye abagore be babiri Hushima na Bahara, ari mu mirambi ya Mowabu.

9Ku mugore we wundi Hodesha, abyara Yobabu, Sibiya, Mesha na Malikomu,

10Yawusi, Sakiya na Marima. Abo ni bo bahungu be, abatware b'amazu.

11Kuri Hushimu yari yarabyaye Abitubu na Elipali.

12Bene Elipali ni Eberi, Misheyamu na Shemedi. Ni we wubatse Ono na Lodi n'insisiro zaho.

13Beriya na Shema bari abakuru b'imiryango y'abatuye i Ayaloni. Ni bo birukanye abaturage b'i Gati barahunga.

14Abavandimwe babo bitwaga Shashaki na Yeremoti.

15Zebadiya, Aradi, Ederi,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16Mikayeli, Yishupa na Yoha bari bene Beriya.

17Zebadiya, Meshulamu, Hiziki, Heberi,

18Yishumerayi, Yiziliya na Yobabu bari bene Elipali.

19Yakimu, Zikuri, Zabudi,

20Eliyonayi, Siletayi, Eliyeli,

21Adaya, Beraya, na Shimurati bari bene Shimeyi.

22Yishupani, Eberi, Eliyeli,

23Abudoni, Zikuri, Hanani,

24Hananiya, Elamu, Antotiya,

25Yifudeya na Penuweli bari bene Shashaki.

26Shamusherayi, Shehariya, Ataliya,

27Yareshiya, Eliya, na Zikuri, bari bene Yerohamu.

28Abo bose bari abatware b'amazu yabo, hakurikijwe ibisekuruza byabo. Bari batuye i Yeruzalemu.

29I Gibewoni hari hatuye uwashinze Gibewoni, ari we Yeyeli; umugore we akitwa Mahaka.

30Yabyaye umuhungu we w'imfura Abudoni, na Suri, Kishi, Behali, Neri, Nadabu,

31Gedori, Ahiyo, Zekeri na Mikiloti.

32Mikiloti uwo abyara Shimeya. Abo na bo, kimwe n'abavandimwe babo, bari batuye i Yeruzalemu.

### Abakomoka kuri Sawuli

33Neri abyara Kishi, Kishi abyara Sawuli, Sawuli abyara Yonatani, Malekishuwa, Abinadabu na Eshibehali.

34Umuhungu wa Yonatani ni Meribehali. Meribehali abyara Mika.

35Bene Mika ni Pitoni, Meleki, Tareya na Ahazi.

36Ahazi abyara Yehoyada. Yehoyada abyara Alemeti, Azimaweti na Zimiri. Zimiri abyara Mosa.

37Mosa abyara Bineya, Bineya abyara Rafa, Rafa abyara Eleyasa, Eleyasa abyara Aseli.

38Aseli abyara abana batandatu, amazina yabo ni aya: Azirikamu, Bokuru, Ismaheli, Sheyariya, Obadiya na Hanani. Abo bose ni bo bene Aseli.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

39Bene Esheki, umuvandimwe wa Aseli ni Ulamu w'imfura ye, uwa kabiri ni Yewushi, uwa gatatu ni Elifeleti.

40Bene Ulamu bari abagabo b'intwari ku rugamba bazi kurasanisha imiheto. Bari bafite abana benshi n'abuzukuru; bari ijana na mirongo itanu. Abo bose bari bene Benyamini.

## Icya mbere cy'Amateka 9

### Abaturage b'i Yeruzalemu

1Abayisraheli bose barabaruwe kandi bandikwa mu gitabo cy'abamiba Israheli. Abayuda bajyanywe bunyago i Babiloni kubera gucumura kwabo.

2Bamaze kwemererwa gutaha mu migi yabo no gusubira mu masambu yabo, mu Bayisraheli, abatashye mbere ni abaherezabitambo, abalevi n'abahereza bo mu Ngoro.

3I Yeruzalemu hari hatuye bamwe mu Bayuda, mu Babenyamini, mu Befurayimu no mu Bamanase.

4Mu Bayuda ni Utayi mwene Amihudi, mwene Omari, mwene Imiri, mwene Bani umwe mu bahungu ba Peresi w'Umuyuda.

5Mu Bashelani ni Asaya w'imfura n'abana be.

6Muri bene Zera ni Yehuweli. Hamwe n'abavandimwe babo, ni magana atandatu na mirongo urwenda.

7Mu Babenyamini ni Salu, mwene Meshulamu, mwene Hodaviya, mwene Hasenuwa;

8Yibuneya mwene Yerohamu; Ela mwene Uzi, mwene Mikiri; Meshulamu mwene Shefatya, mwene Rehuweli, mwene Yibuniya.

9Hamwe n'abavandimwe babo uko ibisekuru byari biri ni magana urwenda na mirongo itanu na batandatu. Abo bantu bose bari abakuru b'amazu mu miryango yabo.

10Mu baherezabitambo ni Yedaya, Yehoyaribu, Yakini,

11Azariya mwene Hilikiya, mwene Meshulamu, mwene Sadoki, mwene Merayoti, mwene Ahitubu umutware w'Ingoro y'Imana ;

12Adaya mwene Yerohamu, mwene Pashehuru, mwene Malikiya; na Masayi mwene Adiyeli, mwene Yahuzera, mwene Meshulamu, mwene Meshilemiti, mwene Imeri,

13hamwe n'abavandimwe babo, abakuru b'amazu, ni igihumbi na magana arindwi na mirongo itandatu, abagabo b'intwari bakora umurimo wo mu Ngoro y'Imana.

14Mu balevi, ni Shemaya mwene Hashubu, mwene Azirikamu, mwene Hashabiya wo


© 2012, Bible Society of Rwanda.

muri bene Merari;

15hari kandi Bakubakari, Hereshi, Galali na Matanya mwene Mika, mwene Zikiri, mwene Asafu;

16Obadiya mwene Shemaya, mwene Galali, mwene Yedutuni; na Berekiya mwene Asa, mwene Elikana wari utuye mu nsisiro z'Abanetofati.

17Abanyanzugi ni Shalumi, Akubu, Talimoni na Ahimani. Shalumi yari umutware wabo,

18kandi kugeza uyu munsi ni we ucyemererwa gufata igihe ku rugi rw'umwami iburasirazuba. Ni bo bari abanyanzugi mu ngando za bene Levi.

19Shalumi mwene Kore, mwene Ebiyasafu, mwene Kore n'abavandimwe be bo mu nzu y'Abakore, bari bashinzwe umurimo wo kurinda umuryango w'Ihema, mbese nk'uko ba sekuruza babo barindaga irembo ry'ingando y'Uhoraho.

20Kera bategekwaga na Pinehasi mwene Eleyazari; Uhoraho nabane na we!

21Zekariya mwene Meshelemiya yari umunyarugi w'irembo ry'Ihema ry'ibonaniro.

22Abari baratorewe kuba abanyanzugi bari bageze kuri magana abiri, nk'uko bari barabaruriwe mu nsisiro zabo. Ni Dawudi na Samweli Umushishozi babashyize kuri uwo murimo, kuko bari bazwiho kuba inyangamugayo.

23Bo n'abahungu babo bari bashinzwe kurinda inzugi z'Inzu y'Uhoraho, ari zo z'Ihema ry'ibonaniro.

24Abanyanzugi babaga ku nguni enye zayo, iburasirazuba, iburengerazuba, mu majyaruguru no mu majyepfo.

25Rimwe na rimwe abavandimwe babo bari mu nsisiro zabo bagombaga kuhabasanga bakamarana iminsi irindwi,

26ariko abanyanzugi bane b'abatware bo barahahoraga. Abalevi bamwe bari bashinzwe ibyumba n'umutungo by'Inzu y'Imana.

27Bararaga bakikije Inzu y'Imana kuko bagombaga kuyirinda, kandi bakayikingura buri gitondo.

28Abandi bari bashinzwe ibintu bikoreshwa mu mihango yo gusenga, bakajya babibara buri gihe babyinjije cyangwa babisohoye.

29Abandi bari bashinzwe inzabya, cyane cyane inzabya ntagatifu zabikwagamo ifu igogoye, divayi, amavuta, imibavu n'ibindi bihumura.

30Ariko abahungu b'abaherezabitambo ni bo bavangaga ibihumura.

31Matitiya wo mu balevi, wari imfura ya Shalumi mwene Kore, yari ashinzwe gutekesha imigati.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

32Mu bavandimwe babo b'Abakehati, bamwe bari bashinzwe gutegura imigati y'umumuriko ya buri Sabato.

33Abaririmbyi, abatware b'amazu y'abalevi, bacumbikirwaga mu byumba kandi ntibagire undi murimo bakora, kuko umurimo wabo bawutunganyaga umunsi n'ijoro.

34Abo ni bo batware b'amazu y'abalevi, hakurikijwe ibisekuruza byabo. Bari batuye i Yeruzalemu.

### Inkomoko ya Sawuli

35I Gibewoni hari hatuye uwitwa Yeweli, ari na we washinze Gibewoni, umugore we akitwa Mahaka.

36Yari ahaturanye na Abudoni imfura ye, na Suri, Kishi, Behali, Neri, Nadabu,

37Gedori, Ahiyo, Zekariya na Mikuloti.

38Mikuloti abyara Shimeyamu. Na bo, kimwe n'abavandimwe babo, bari batuye i Yeruzalemu.

39Neri abyara Kishi, Kishi abyara Sawuli, Sawuli abyara Yonatani, Malekishuwa, Abinadabu na Eshibehali.

40Mwene Yonatani ni Meribehali. Meribehali abyara Mika.

41Bene Mika ni Pitoni, Meleki, Tahureya.

42Ahazi abyara Yara, Yara abyara Alemeti, Azimaveti na Zimiri, Zimiri abyara Mosa,

43Mosa abyara Bineya, wabyaye Refaya, wabyaye Eleyasa, wabyaye Aseli.

44Aseli abyara abana batandatu, amazina yabo ni aya: Azurikamu, Bokuru, Ismaheli, Sheyariya, Obadiya na Hanani. Abo ni bene Aseli.

## Icya mbere cy'Amateka 10

## DAWUDI, UMWAMI W'ABAYISRAHELI BOSE

### Imirwano y'i Gilibowa n'urupfu rwa Sawuli

(1 Sam 31,1–13)

1Abafilisiti batera Abayisraheli. Ingabo z'Abayisraheli zihunga Abafilisiti, imirambo y'abapfuye yari yararitse ku musozi wa Gilibowa.

2Abafilisiti bakurikira Sawuli n'abahungu be, maze bica Yonatani, Abinadabu na Malikishuwa, bene Sawuli.

3Nuko urugamba rusigara rwibasiye Sawuli, abanyamiheto baramuvumbura, maze baramukomeretsa.

4Nuko Sawuli abwira umutwaje intwaro, ati «Kura inkota yawe maze unsogote, hato


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bariya bantu batagenywe bataza kunkiniraho.» Ariko uwo mugaragu we aranga kuko yari afite ubwoba bwinshi. Nuko Sawuli afata inkota ye ayishitaho.

5Uwari umutwaje intwaro abonye ko apfuye, na we yishita ku nkota ye; bapfa bombi.

6Sawuli n'abahungu be batatu, uwamutwazaga intwaro ndetse n'ingabo ze zose, bapfira icyarimwe uwo munsi.

7Abandi Bayisraheli bari mu kibaya, ngo babone bene wabo bahunze, banamenye ko Sawuli n'abahungu be bapfuye, ni ko guta imigi yabo barahunga; nuko Abafilisiti baraza bayituramo.

8Bukeye bw'aho, Abafilisiti baza gucuza intumbi, basanga umurambo wa Sawuli n'iy'abahungu be irambaraye ku musozi wa Gilibowa.

9Umurambo wa Sawuli barawucuza, batwara umutwe we n'intwaro ze. Baherako bakwira mu gihugu cyose cy'Abafilisiti, bamamaza iyo nkuru mu masengero yabo no muri rubanda.

10Intwaro za Sawuli bazishyira mu rusengero rwabo, naho igihanga cye bakimanika mu nzu y'ikigirwamana cyabo Dagoni.

11Abaturage b'i Yabeshi ya Gilihadi bamenyeraho ibyo Abafilisiti bakoreye Sawuli.

12Ab'intwari bose muri bo baragenda, batwara umurambo wa Sawuli n'iy'abahungu be, bayizana i Yabeshi. Amagufa yabo bayahamba mu nsi y'umunyinya w'i Yabeshi, basiba kurya iminsi irindwi.

13Sawuli yapfuye atyo kubera ko yahemukiye Uhoraho, ntiyumvire ijambo rye, kandi no kubera ko yagiye guhanuza ku mushitsikazi,

14aho guhanuza Uhoraho. Nuko Uhoraho aramwicisha, maze ubwami abugabira Dawudi mwene Yese.

## Icya mbere cy'Amateka 11

### Dawudi aba umwami wa Israheli

(2 Sam 5,1–3)

1Imiryango yose ya Israheli isanga Dawudi i Heburoni, maze iramubwira iti «Ngaho twitegereze, turi amagufa yawe n'umubiri wawe.

2Kera, igihe Sawuli yari akiri umwami wacu, ni wowe watabaranaga na Israheli kandi ugatabarukana na yo. Ikindi kandi, Uhoraho Imana yawe yarakubwiye ati 'Ni wowe uzaragira umuryango wanjye Israheli, kandi ni wowe uzaba umutware wa Israheli.'»

3Nuko abakuru b'imiryango ya Israheli bose basanga umwami i Heburoni, maze Dawudi agirana na bo isezerano i Heburoni, imbere y'Uhoraho. Nuko basiga Dawudi amavuta, aba umwami wa Israheli, nk'uko Uhoraho yari yarabivugishije Samweli.

### Dawudi yigarurira Yeruzalemu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

(2 Sam 5,6–10)

4Dawudi n'Abayisraheli bose bajya gutera Yeruzalemu, ari yo Yebuzi, no kurwanya Abayebuzi bari batuye icyo gihugu.

5Abaturage b'i Yebuzi babwira Dawudi, bati «Ntuzinjira hano!» Ariko Dawudi yigarurira ikigo cya Siyoni, ari na cyo cyabaye umurwa wa Dawudi.

6Koko rero Dawudi yari yavuze ati «Utanga abandi kwica Umuyebuzi azaba umutware n'igikomangoma.» Nuko Yowabu mwene Seruya ababanziriza imbere, aba ari we uba umutware.

7Dawudi atura muri icyo kigo, bituma bacyita Umurwa wa Dawudi.

8Hanyuma yubaka umugi n'ahakikije i Milo, mu mpande zose, naho Yowabu asana ahari hasigaye.

9Dawudi agenda arushaho gukomera, kandi Uhoraho Nyir'ububasha yari kumwe na we.

### Intwari zo mu ngabo za Dawudi

(2 Sam 23,8–39)

10Ngaba abatware b'intwari za Dawudi; ni bo bamuteye inkunga mu gihe cyose yari ku ngoma, kandi ni na bo bamwimitse, bafatanyije na Israheli yose, nk'uko Uhoraho yari yarabivugiye kuri Israheli.

11Ngiri irondora ry'intwari za Dawudi: Yashobeyamu mwene Hakumoni, umutware w'abitwa Abatatu b'imena. Ni we wabanguriye icumu rye ku bantu magana atatu abicira icyarimwe.

12Umukurikira ni Eleyazari mwene Dodo w'Umwahohi wari mu Batatu b'imena.

13Ni we wari hamwe na Dawudi i Pasidamimu igihe Abafilisiti bari bahakoraniye kugira ngo barwane. Aho hari umurima wa za bushoki nyinshi, nuko abantu bahunga Abafilisiti.

14Eleyazari uwo ahagarara hagati mu murima, arawurinda, maze atsinsura Abafilisiti. Bityo Uhoraho atsindira Israheli bikomeye.

15Batatu bo muri Ba Mirongo Itatu b'imena baramanuka basanga Dawudi ku rutare ruri hafi y'ubuvumo bwa Adulamu, mu gihe Abafilisiti bari baciye ingando mu kibaya cy'Abarefayimu.

16Ubwo Dawudi yari mu buhungiro, naho igico cy'Abafilisiti kiri i Betelehemu.

17Dawudi avuga icyifuzo cye, agira ati «Ni nde uzampa ku mazi yo mu iriba riri ku irembo rya Betelehemu, nkayanywa?»

18Ba batatu banyura mu ngando y'Abafilisiti barwana, bavoma amazi mu iriba riri ku irembo rya Betelehemu, barayajyana, bayashyikiriza Dawudi. We ariko yanga


© 2012, Bible Society of Rwanda.

kuyanywa ahubwo ayaturaho Uhoraho ituro riseswa.

19Aravuga ati «Imana yanjye irandinde gukora kuri aya mazi! Aya ni amaraso y'abantu bahaze amagara yabo, bagira ngo bayanzanire!» Nuko yanga kuyanywa. Ibyo ni byo byakozwe na ba bagabo b'intwari, uko ari batatu.

20Abishayi murumuna wa Yowabu, ni we wategekaga Ba Mirongo Itatu b'imena. Ni we kandi wakaraze icumu rye, rihinguranya abantu magana atatu, bituma aba ikirangirire muri Ba Mirongo Itatu b'imena.

21Yarubashywe kurusha Ba Mirongo Itatu b'imena, ndetse aba umutware wabo, ariko ntiyashyikira Intwari eshatu za mbere.

22Benaya mwene Yehoyada, umwana w'umugabo w'intwari ukomoka i Kabuseli, yagaragaje ubutwari bwe kenshi. Ni we wishe abahungu bombi ba Ariyeli w'i Mowabu, ni na we wamanutse yicira intare ku iriba, ku munsi w'urubura.

23Ni we kandi wishe Umunyamisiri wari ufite uburebure bw'imikono itanu. Uwo Munyamisiri yari yitwaje icumu ringana n'igiti cy'ababoshyi b'imyenda. Amanuka amusanga yitwaje inkoni, ashikuza icumu Umunyamisiri, amwicisha icumu rye bwite!

24Ngibyo ibyo Benayahu mwene Yehoyada yakoze; yamamaye muri Ba Mirongo Itatu b'imena;

25yagize icyubahiro kurusha izo Ntwari mirongo itatu, ariko ntiyahwanye n'Intwari eshatu za mbere. Maze Dawudi amugira umurinzi we.

26Dore n'abandi babaye intwari zikomeye: ni Asaheli umuvandimwe wa Yowabu, Eluhanani mwene Dodo w'i Betelehemu,

27Shamoti w'i Harodi, Helesi w'i Paloni,

28Ira mwene Ikeshi w'i Tekowa, Abiyezeri w'i Anatoti,

29Sibekayi w'i Husha, Ilayi w'i Ahoha,

30Mahurayi w'i Netofa, Heledi mwene Bahana w'i Netofa,

31Itayi mwene Ribayi w'i Gibeya y'Ababenyamini, Benaya w'i Pireyatoni,

32Hurayi wo ku tugezi tw'i Gashi, Abiyeli w'i Aruba,

33Azumaweti w'i Bahurimu, Eliyahuba w'i Shaluboni,

34Hashemu w'i Gizoni, Yonatani mwene Shage w'i Harani,

35Ahiya mwene Sakari w'i Harari, Elifali mwene Uri,

36Heferi w'i Mekerati, Ahiya w'i Peloni,

37Hesiro w'i Karumeli, Narayi mwene Ezubayi,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

38Yoweli umuvandimwe wa Natani, Mibuhari mwene Haguri,

39Seleki w'Umuhamoni, Nahurayi w'i Beroti, watwaraga intwaro za Yowabu mwene Seruya,

40Ira w'i Yatiri, Garebu w'i Yatiri,

41Uriya w'Umuhiti, Zabadi mwene Ahulayi,

42Adina mwene Shiza w'Umurubeni, umutware w'Abarubeni wagendanaga n'abantu mirongo itatu,

43Hanani mwene Mayaka na Yoshafati w'i Mituni,

44Uziya w'i Ashitaroti, Shama na Yeweli bene Yotamu w'i Aroweri,

45Yediyaweli mwene Shimuri na Yoha, umuvandimwe we w'i Tisi,

46Eliyeli w'i Mahawi, Yeribayi na Yoshaweya bene Elinahamu, Yituma w'Umumowabu,

47Eliyeli, Obedi na Yasiyeli b'i Soba.

## Icya mbere cy'Amateka 12

### Incuti za mbere za Dawudi i Sikilagi

1Ngaba abasanze Dawudi i Sikilagi igihe yari agikomeje kuba kure ya Sawuli mwene Kishi. Bari intwari zarwanaga aho rukomeye.

2Bari bitwaje imiheto, bagakoresha ikiganza cy'iburyo n'icy'ibumoso kugira ngo batere amabuye no kugira ngo barase imyambi.

3Mu bavandimwe ba Sawuli w'Umubenyamini hari: Ahiyezeri wari umutware wabo; Yowashi mwene Shema w'i Gibeya; Yeziyeli na Peleti bene Azumaweti; Beraka na Yehu b'i Anatoti;

4Yishumaya w'i Gibewoni, wari umwe muri za Ntwari mirongo itatu z'imena kandi akaba umutware wazo;

5Yirimeya, Yahaziyeli, Yohanani na Yozabadi w'i Gedera;

6Eluzayi, Yerimoti, Beyaliya, Shemariyahu na Shefatiyahu w'i Harifu;

7Elikana, Yishiyahu, Azareli, Yohezeri na Yashobeyamu b'i Koriha;

8Yowela na Zebadiya bene Yerohamu w'i Gedori.

9Abagadi bamwe baritandukanya kugira ngo basange Dawudi mu buhungiro mu butayu. Bari abagabo b'intwari, abagabo b'intambara bigishijwe kurwana, bitwaje ingabo n'amacumu, bafite imbaraga nk'intare kandi bihuta nk'amasha ku misozi.


© 2012, Bible Society of Rwanda.

10 Ezeri yari umutware wabo, Obadiya amukurikira, Eliyabu ari uwa gatatu,

11 Mishumana uwa kane, Yirimeya uwa gatanu,

12 Atayi uwa gatandatu, Eliyeli uwa karindwi,

13 Yohanani uwa munani, Elizabadi uwa cyenda,

14 Yirimeyahu uwa cumi, Makubanayi uwa cumi n'umwe.

15 Muri bene Gadi, abo bari abagaba b'ingabo, umuto muri bo yategekaga abasirikare ijana, umukuru muri bo agategeka igihumbi.

16 Ni bo bambutse Yorudani mu kwezi kwa mbere, igihe yari yuzuye yarenze inkombe zayo, kandi birukana abari mu bibaya bose, iburasirazuba n'iburengerazuba.

17 Bamwe mu Babenyamini n'Abayuda baza basanga Dawudi aho yari mu buhungiro.

18 Asohoka abasanganira, nuko arababwira ati «Niba muzanywe n'amahoro mukaba muje kuntabara, ndabakirana umutima wanjye wose; ariko niba muzanywe no kungambanira ku banzi banjye, kandi nta bugome nigeze, Imana y'abasokuruza bacu ibirebe kandi ibacire urubanza!»

19 Umwuka uza kuri Amasayi, umutware wa Ba Mirongo Itatu b'imena, ati «Turi abawe, Dawudi, turi kumwe nawe, mwene Yese! Amahoro! Gira amahoro! N'abaje kugutabara, na bo bagire amahoro, kuko Imana yawe igutabaye!» Dawudi arabakira, abashyira mu batware b'ingabo.

20 Abantu bamwe bo kwa Manase na bo bifatanya na Dawudi igihe yazanaga n'Abafilisiti kurwanya Sawuli, ariko ntiyemererwe gutabara Abafilisiti, kuko ibikomangoma byabo byagiye inama byirukana Dawudi, bivuga biti «Namara kutugambanira azifatanya na shebuja Sawuli maze badutsembe!»

21 Igihe Dawudi yajyaga i Sikilagi, abantu bamwe bo kwa Manase bifatanije na we: abo ni Aduna, Yozabadi, Yediyayeli, Mikayeli, Yozabadi, Elihu na Siletayi, bari abatware b'amazu mu Bamanase.

22 Ni bo batabaye Dawudi n'ingabo ze, kuko bose bari abagabo b'intwari kandi baba abatware mu ngabo.

23 Koko rero buri munsi abantu basangaga Dawudi bajya kumutabara, ku buryo ingando ye yiyongereye ikaba nini nk'ingando y'Imana.

### Umubare w'abifatanyije na Dawudi bakamwimikira i Heburoni

24 Ngiyi imibare y'imitwe y'abantu bitwaje intwaro z'intambara basanze Dawudi i Heburoni kugira ngo bamwimike abe umwami mu kigwi cya Sawuli, nk'uko Uhoraho yari yabitegetse:

25 Muri bene Yuda: abagabo ibihumbi bitandatu na magana inani bafite ingabo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'amacumu kandi bakereye urugamba.

26Muri bene Simewoni: abagabo b'intwari mu ntambara ibihumbi birindwi n'ijana.

27Muri bene Levi: abagabo ibihumbi bine na magana atandatu;

28wongeyeho Yehoyada, umutware w'abo mu nzu ya Aroni, wajyanye n'ibihumbi
bitatu na magana arindwi,

29ukongeraho na Sadoki, umusore w'intwari, n'abatware b'inzu makumyabiri na
babiri.

30Mu Babenyamini n'abavandimwe ba Sawuli: abagabo ibihumbi bitatu, ariko kugeza
icyo gihe abenshi bari basigaye bakorera Sawuli n'inzu ye.

31Muri bene Efurayimu: abagabo b'intwari ibihumbi makumyabiri na magana inani,
abagabo bari ibyamamare mu mazu yabo.

32Abo mu gice cya kabiri cy'umuryango wa Manase: abagabo ibihumbi cumi
n'umunani; bari bahamagawe mu mazina yabo, bategekwa kujya kwimika Dawudi
ngo abe umwami.

33Muri bene Isakari, abagabo bazi icyo Israheli igomba gukora n'igihe cyo kugikora:
abatware magana abiri n'abavandimwe babo bose bayoboraga.

34Muri bene Zabuloni: abagabo ibihumbi mirongo itanu bakereye urugamba, bitwaje
intwaro zabo zose kandi biyemeje kurwana bashyizeho umwete nta kwizigama.

35Muri bene Nefutali: abatware igihumbi, hamwe n'abagabo ibihumbi mirongo itatu
na birindwi bitwaje ingabo n'amacumu.

36Muri bene Dani: abagabo ibihumbi makumyabiri n'umunani na magana atandatu
bakereye urugamba.

37Muri bene Asheri: abagabo ibihumbi mirongo ine bakereye urugamba.

38Mu bo hakurya ya Yorudani, ari bo bene Rubeni, bene Gadi n'ab'ikindi gice cya
kabiri cy'umuryango wa Manase: abagabo ibihumbi ijana na makumyabiri bitwaje
intwaro z'amoko yose z'intambara.

39Izo ngabo zose, ziteguye kujya ku rugamba, zagiye i Heburoni zifite umutima
utaryarya, kugira ngo zimike Dawudi, abe umwami wa Israheli yose. N'abandi
Bayisraheli bose basigaye, bari bahuje umutima na bo ngo begurire Dawudi ubwami.

40Bamazeyo iminsi itatu, basangira na Dawudi ibiribwa n'ibinyobwa, kuko
abavandimwe babo bari babateguriye byose.

41Abantu bo mu turere tuhegereye, kugera kuri Isakari, Zabuloni na Nefutali, na bo
bazana ibiribwa ku ndogobe, ingamiya, inyumbu n'ibimasa: bazana amafu, imitsima
y'imbuto z'imitini, imizabibu yumye, divayi, amavuta, amatungo maremare

n’amagufi menshi, kuko hari ibyishimo muri Israheli.

## Icya mbere cy'Amateka 13

### Dawudi yiyemeza kujyana Ubushyinguro i Yeruzalemu

(2 Sam 6,2–11)

1Dawudi ajya inama n’abatware bategeka ibihumbi n’abategeka amagana, hamwe n’abanyacyubahiro bose.

2Abwira ikoraniro ryose ry’Abayisraheli, ati «Niba musanga bibatunganiye kandi ari na ko Uhoraho Imana yacu abishaka, dutumire abavandimwe bacu basigaye mu gihugu cya Israheli, hamwe n’abaherezabitambo n’abalevi mu migi yabo batuyemo, kugira ngo baze kwifatanya natwe.

3Hanyuma twiyegereze Ubushyinguro bw’Imana yacu, kuko tutabwitayeho mu gihe cya Sawuli.»

4Ikoraniro ryose ryemera ko biba bityo, kuko uwo mugambi wari ubashimishije bose.

5Dawudi akoranya imbaga yose, kuva ku mugezi wa Misiri kugeza i Lebo-Hamati, kugira ngo bavane Ubushyinguro bw’Imana i Kiriyati-Yeyarimu.

6Dawudi azamukana n’Abayisraheli bose i Bahala, bajya i Kiriyati-Yeyarimu y’Abayuda, kugira ngo bazamure Ubushyinguro bw’Uhoraho utetse ku Bakerubimu, aho izina rye ryambarizwa.

7Nuko bashyira Ubushyinguro ku igare rishya, babuvana mu nzu ya Abinadabu. Uza na Ahiyo bayobora igare.

8Dawudi n’Abayisraheli bose babyinanaga imbaraga zabo zose imbere y’Imana baherekejwe n’indirimbo, imiduri, inanga, ingoma, ibinyuguri n’amakondera.

9Bageze ku mbuga ya Kidoni, Uza arambura ukuboko kugira ngo aramire Ubushyinguro, kuko ibimasa byari bigiye kubutura hasi.

10Uburakari bw’Uhoraho bugurumanira Uza, buramwica kuko yari yaramburiye ukuboko ku Bushyinguro. Agwa aho imbere y’Imana.

11Dawudi ababazwa n’uko Uhoraho abaciyemo icyuho, yica Uza. Nuko aho hantu bahita Peresi-Uza, ari byo kuvuga ’Icyuho cya Uza’, kugeza na n’ubu.

12Dawudi atinya Imana uwo munsi, nuko aravuga ati «Nzageza nte iwanjye Ubushyinguro bw’Imana?»

13Nuko Dawudi ntiyacyura Ubushyinguro iwe, mu Murwa wa Dawudi, ahubwo abujyana mu rugo rwa Obededomu w’Umugiti.

14Ubushyinguro bumara amezi atatu kwa Obededomu mu rugo rwe, kandi Uhoraho

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

aha umugisha urugo rwa Obededomu n'ibyo yari afite byose.

## Icya mbere cy'Amateka 14

### Dawudi i Yeruzalemu

(2 Sam 5,11–16)

1Bukeye Hiramu, umwami wa Tiri, yohereza intumwa kwa Dawudi, hamwe n'ibiti by'amasederi, ababaji b'amabuye n'abubatsi kugira ngo bamwubakire inzu.

2Nuko Dawudi amenyeraho ko Uhoraho yamugize umwami w'Abayisraheli, kandi ko yari akujije ubwami bwe agiriye Israheli, umuryango we.

3Dawudi ashakira abandi bagore i Yeruzalemu, arongera abyara abahungu n'abakobwa.

4Ngaya amazina y'abana be bavukiye i Yeruzalemu: ni Shamuwa, Shobabu, Natani, Salomoni,

5Yibuhari, Elishuwa, Elipaleti,

6Noga, Nefegi, Yafiya,

7Elishama, Behaliyada na Elifeleti.

### Dawudi atsinda Abafilisiti

(2 Sam 5,17–25)

8Bukeye, Abafilisiti bamenya ko Dawudi yasizwe amavuta kugira ngo abe umwami w'Abayisraheli bose. Nuko Abafilisiti bose barazamuka, bajya gushakashaka Dawudi. Dawudi na we arabimenya, aza kubasanganira.

9Ubwo Abafilisiti baraza, badendeza mu kibaya cy'Abarefayimu.

10Dawudi ni ko kubaza Uhoraho, ati «Mbese nzamuke ntere Abafilisiti? Uri bubagabize ibiganza byanjye?» Uhoraho aramusubiza ati «Zamuka! Ndabagabiza ibiganza byawe.»

11Nuko bazamuka i Behali-Perasimu, Dawudi abatsinda aho. Dawudi aravuga ati «Imana yacishije ikiganza cyanjye icyuho mu banzi banjye, kimeze nk'igiciwe n'amazi ahombotse.» Ni yo mpamvu aho hantu bahise Behali-Perasimu, ari byo kuvuga ngo 'Umutware w'ibyuho.'

12Abafilisiti basiga amashusho y'ibigirwamana byabo aho ngaho; Dawudi ategeka ko bayatwika.

13Abafilisiti bongera kudendeza mu kibaya.

14Dawudi yongera kubaza Imana, maze Imana iramubwira iti «Ntubatere ubaturutse imbere, ahubwo hindukira uturuke inyuma yabo, ahateganye n'ishyamba.

15Niwumva ikiriri gihinda giturutse hejuru y'ishyamba, uhutireho! Ubwo Imana


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

iraba iri bujye imbere yawe, kugira ngo utsinde Abafilisiti.»

16Dawudi abigenza uko Imana yamutegetse, atsinda Abafilisiti kuva i Gibewoni kugeza i Gezeri.

17Dawudi aramamara mu bihugu byose, kandi Uhoraho atuma atinywa n'amahanga yose.

## Icya mbere cy'Amateka 15

### Dawudi yitegura kwimurira Ubushyinguro i Yeruzalemu

1Dawudi yiyubakira amazu mu Murwa wa Dawudi; agena ahantu h'Ubushyinguro bw'Imana kandi abushingira Ihema.

2Nuko aravuga ati «Abalevi bonyine ni bo bazajya baheka Ubushyinguro kuko ari bo Uhoraho yitoreye ngo bajye baheka Ubushyinguro bw'Uhoraho kandi banabukorere ubuziraherezo.»

3Dawudi akoranyiriza Abayisraheli bose i Yeruzalemu kugira ngo bazamure Ubushyinguro bw'Uhoraho babujyane ahantu yabuteganyirije.

4Akoranya na bene Aroni n'abalevi:

5muri bene Kehati hari Uriyeli w'umutware n'abavandimwe be ijana na makumyabiri;

6muri bene Merari hari Asaya w'umutware n'abavandimwe be magana abiri na makumyabiri;

7muri bene Gerishomu hari Yoweli w'umutware n'abavandimwe be ijana na mirongo itatu;

8muri bene Elisafani hari Shemaya w'umutware n'abavandimwe be magana abiri;

9muri bene Heburoni hari Eliyeli w'umutware n'abavandimwe be mirongo inani;

10muri bene Uziyeli hari Aminadabu w'umutware n'abavandimwe be ijana na cumi na babiri.

11Dawudi atumiza abaherezabitambo Sadoki na Abiyatari, hamwe n'abalevi Uriyeli, Asaya, Yoweli, Shemaya, Eliyeli na Aminadabu.

12Maze arababwira ati «Muri abatware b'amazu y'abalevi; nimwitagatifuze mwebwe n'abavandimwe banyu, maze muzamure Ubushyinguro bw'Uhoraho, Imana ya Israheli, mubujyane ahantu nabuteganyirije.

13Amambere koko ntimwari muhari, Uhoraho yaduciyemo icyuho, kuko tutari twamutunganirije uko bikwiye.»

14Nuko Abaherezabitambo n'abalevi bitagatifuriza kuzamura Ubushyinguro

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bw'Uhoraho, Imana ya Israheli.

15Abalevi baheka Ubushyinguro bw'Imana bashyize imijishi yabwo ku ntugu zabo, nk'uko Musa yabitegetse akurikije ijambo ry'Uhoraho.

16Maze Dawudi abwira abatware b'abalevi gushyira abavandimwe babo b'abaririmbyi mu mwanya wabo, bitwaje ibikoresho byabo, ari byo inanga, imiduri n'ibyuma birangira, kugira ngo babivuze cyane maze amajwi yabyo arangurure yuzuye ibyishimo.

17Nuko abalevi bahashyira Hemani mwene Yoweli, no mu bavandimwe be Asafu mwene Berekiyahu; muri bene Merari abavandimwe babo bahashyira Etani mwene Kushayahu;

18hamwe na bo bahashyira na bene wabo, ari bo Zekariyahu mwene Yahaziyeli, Shemiramoti, Yehiyeli, Uni, Eliyabu, Benayahu, Maseyahu, Matitiyahu, Elifilehu na Mikineyahu, Obededomu na Yeweli; abo bose bari abanyanzugi.

19Mu baririmbyi, Hemani, Asafu na Etani bari bafite ibyuma birangira byo kurangurura amajwi;

20Sekariya, Yahaziyeli, Shemiramoti, Yehiyeli, Uni, Yehiyeli, Maseyahu na Benayahu bari bafite inanga nini,

21naho Matitiyahu, Elifilehu, Mikineyahu, Obededomu, Yeweli na Azaziyahu bakagira inanga ntoya, kugira ngo bayobore indirimbo.

22Kenaniyahu we yategekaga abalevi bari bashinzwe guheka Ubushyinguro, kuko yari abishoboye.

23Berekiya na Elikana bari abanyanzugi hafi y'Ubushyinguro.

24Abaherezabitambo Shebaniyahu, Yoshafati, Netaneli, Amasayi, Zekariyahu, Benayahu na Eliyezeri bavuzaga amakondera imbere y'Ubushyinguro bw'Imana. Naho Obededomu na Yahiya na bo bakaba abanyanzugi hafi y'Ubushyinguro.

## Ubushyinguro bugera i Yeruzalemu

(2 Sam 6,12–19)

25Nuko Dawudi, n'abakuru b'Abayisraheli, n'abatware bategekaga ibihumbi, bagenda bishimye bazamuye Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho babuvanye mu rugo rwa Obededomu.

26Imana yari kumwe n'abalevi bari bahetse Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho, nuko batura ibitambo by'amapfizi arindwi n'amasekurume y'ihene arindwi.

27Dawudi yari yambaye igishura cy'ihariri, kimwe n'abalevi bose bari bahetse Ubushyinguro, n'abaririmbyi, na Kenaniya wayoboraga abahetsi b'Ubushyinguro. Dawudi yari akenyeye agatambaro kaboshye muri hariri.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

28Nuko Abayisraheli bose bazamura Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho
bakoma mu mashyi, kandi bavuza amahembe, amakondera n'ibyuma birangira,
kandi bacuranga inanga zirangira.

29Nuko Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho butaha mu Murwa wa Dawudi.
Mikali, umukobwa wa Sawuli, arebera mu idirishya, abona umwami Dawudi
wasimbukaga, yiyereka imbere y'Uhoraho, maze amugayira mu mutima.

## Icya mbere cy'Amateka 16

1Binjiza Ubushyinguro bw'Imana maze babushyira aho bwateguriwe hagati mu
ihema Dawudi yari yarabwubakiye, hanyuma batura ibitambo bitwikwa
n'iby'ubuhoro imbere y'Imana.

2Dawudi amaze gutura ibitambo bitwikwa n'iby'ubuhoro, aha umugisha rubanda mu
izina ry'Uhoraho.

3Hanyuma agaburira Abayisraheli bose, abagabo n'abagore; buri wese amuha
akagati, umurwi w'inyama n'iseri ry'umuzabibu.

### Abalevi baririmba ibisingizo by'Uhoraho

4Dawudi ashyiraho bamwe mu balevi imbere y'Ubushyinguro kugira ngo bajye
bibutsa ibigwi by'Uhoraho, Imana ya Israheli, bamusingize banamurate.

5Abo ni aba: Asafu w'umutware, Zekariya, umufasha we; hagakurikiraho Uziyeli,
Shemiramoti, Yehiyeli, Matatiya, Eliyabu, Benayahu, Obededomu na Yehiyeli. Bari
bafite inanga ntoya n'inini, naho Asafu yacurangaga ibyuma birangira.

6Abaherezabitambo Benayahu na Yahaziyeli ntibahwemaga kuvugiriza amakondera
imbere y'Ubushyinguro bw'Imana.

7Ni uwo munsi Dawudi yategetse bwa mbere Asafu n'abavandimwe be gusingiza
Uhoraho, muri aya magambo:

8Nimusingize Uhoraho, mwamamaze izina rye, mumenyeshe amahanga ibigwi bye!

9Nimumuririmbire, mumukinire; mwongere muvuge ibitangaza bye byose!

10Mwishimire izina rye ritagatifu, kandi umutima w'abashakashaka Uhoraho
unezerwe!

11Nimushakashake Uhoraho Nyir'ububasha, mushake uruhanga rwe ubudahwema!

12Mwiyibutse ibintu by'agatangaza yakoze, ibitangaza bye n'amateka amuva mu
kanwa,

13mwebwe, bwoko bwa Israheli umugaragu we, mwebwe, bene Yakobo intore ze!

14Ni we Uhoraho Imana yacu, utegeka isi yose!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Nimwiyibutse iteka isezerano rye, itegeko yatanze mu bisekuruza igihumbi,

16isezerano yagiranye na Abrahamu, rigakomezwa n'indahiro ya Izaki,

17akarigira ihame kuri Yakobo, isezerano rihoraho ku Bayisraheli,

18igihe avuze ati «Nguhaye ubutaka bwa Kanahani; ni wo munani ugabanye!»

19Icyo gihe bashoboraga kubarwa, bari icigata ry'abantu binjiye mu gihugu,

20bazereraga mu bihugu no mu mahanga, bakava hamwe bajya ahandi,

21ariko Uhoraho ntiyaretse hagira umuntu ubarenganya, ahana abami kubera bo, ati

22«Ntimugakore ku ntore zanjye, abahanuzi banjye ntimukabagirire nabi!»

23Isi yose, nimuririmbire Uhoraho! Mwamamaze ugukiza kwe uko bukeye,

24mumenyeshe abanyamahanga icyubahiro cye, mwogeze ibitangaza bye mu
mahanga yose!

25Kuko Uhoraho akomeye kandi akwiye gusingizwa, akaba ateye ubwoba kandi
akaruta imana zose.

26Imana zose z'abanyamahanga ni ubusa, Uhoraho ni we waremye ijuru!

27Icyubahiro n'igitinyiro biri mu ruhanga rwe; imbaraga n'ubutungane bikaba iwe.

28Miryango y'amahanga, nimuhe Uhoraho, nimumuhe icyubahiro n'imbaraga,

29izina rye murihe icyubahiro. Muzane amaturo yanyu, muze imbere ye; mwunamire
Uhoraho, mu Ngoro ye ntagatifu!

30Namwe, isi yose nimuhinde umushyitsi imbere ye! Koko yaremye isi, nta
cyayinyeganyeza.

31Ijuru nirinezerwe, isi yishime, mu mahanga nibavuge bati «Uhoraho ni Umwami!»

32Inyanja n'ibiyirimo byose nibyorome, iby'imusozi byose nibyishime;

33ibiti byose by'amashyamba nibisabagizwe n'umunezero, imbere y'Uhoraho, kuko
aje gutegeka isi!

34Nimuhimbaze Uhoraho kuko ari umugwaneza, n'ubudahemuka bwe bugahoraho
iteka ryose!

35Nimugire muti «Dukize, Mana y'umukiro wacu, dukoranye udukure hagati
y'amahanga, kugira ngo duhimbaze izina ryawe ritagatifu, twishimire kugusingiza.»

36Nihasingizwe Uhoraho, Imana ya Israheli, iteka ryose ubuziraherezo! Nuko abantu
bose baravuga bati «Amen! Alleluya!»

37Dawudi asiga aho, imbere y'Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho, Asafu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'abavandimwe be bagombaga guhora bakorera imbere y'Ubushyinguro nk'uko byari itegeko rya buri munsi;

38ahasiga na Obededomu hamwe n'abavandimwe be mirongo itandatu n'umunani. Obededomu mwene Yedutuni na Hosa ni bo bari abanyanzugi.

39Dawudi asiga umuherezabitambo Sadoki hamwe n'abandi bavandimwe be b'abaherezabitambo imbere y'ihema ry'Uhoraho, mu isengero ry'ahirengeye i Gibewoni,

40kugira ngo mu gitondo na nimugoroba bajye batura ubutitsa Uhoraho ibitambo bitwikwa ku rutambiro rubigenewe, no kugira ngo bajye batunganya ibyanditswe mu itegeko Uhoraho yahaye Abayisraheli.

41Hamwe na bo hari Hemani na Yedutuni n'abasigaye mu bari batoranyijwe kandi bakavugwa mu mazina yabo ngo bahimbaze Uhoraho: «Kuko ubudahemuka bwe ari ubw'iteka ryose».

42Kandi, Hemani na Yedutuni bari kumwe na bo bafite amakondera n'ibyuma birangira n'ibyuma biherekeza indirimbo z'Imana. Bene Yedutuni bari bashinzwe irembo.

43Abantu bose bataha buri wese iwe, na Dawudi asubira iwe gusabira urugo rwe umugisha.

## Icya mbere cy'Amateka 17

### Ubuhanuzi bwa Natani

(2 Sam 7,1–17)

1Dawudi amaze gutaha mu ngoro ye, yabwiye umuhanuzi Natani, ati «Dore ntuye mu nzu y'ibiti by'amasederi, naho Ubushyinguro bw'Imana bukaba mu ihema!»

2Natani abwira umwami, ati «Icyo utekereza gukora cyose, genda ugikore, kuko Uhoraho ari kumwe nawe.»

3Nuko muri iryo joro, ijambo ry'Uhoraho rigera kuri Natani muri aya magambo riti

4«Genda ubwire umugaragu wanjye Dawudi uti 'Dore uko Uhoraho avuze: Aho ni wowe uzanyubakira inzu, kugira ngo nyituremo?

5Nta bwo nigeze ntura mu nzu, kuva ubwo nakuraga Abayisraheli mu Misiri kugeza uyu munsi, ahubwo nari ntuye mu mahema, nkava hamwe, njya ahandi.

6Ese mu gihe cyose najyaniranye n'Abayisraheli, hari ubwo nigeze mbwira umwe mu batware ba Israheli nashyiriyeho kuragira umuryango wanjye, nti: Kuki mutanyubakira inzu y'amasederi?

7None rero, uzabwire umugaragu wanjye Dawudi, uti: Dore uko Uhoraho Nyir'ingabo avuze: Ni jye wakuvanye mu rwuri inyuma y'amatungo, kugira ngo ube umutware

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

wa Israheli, umuryango wanjye.

8Nari kumwe nawe aho wajyaga hose, ngukiza abanzi bose bari baguhagurukiye. Izina ryawe nzarigira ikirangirire, mbese nk'iry'abandi bakomeye bo ku isi.

9Nzagenera Israheli umuryango wanjye ahantu nyihashyire, ihature ari ahayo bwite. Ntizazungaguzwa ukundi kandi abagome ntibazongera kuyibuza uburyo, nk'uko byagendaga kera,

10mbese nk'igihe nshyizeho Abacamanza ngo bategeke Israheli umuryango wanjye. Nzagukiza abanzi bawe bose, ndetse Uhoraho akubwiye ko we ubwe azakubakira inzu.

11N'igihe iminsi yawe izaba yarangiye, maze ukazaba uri kumwe n'abasokuruza bawe, nzakomeza inkomoko yawe nyuma yawe; nzimika uzagukomokaho wowe ubwawe, kandi nkomeze ubwami bwe.

12Uwo ni we uzubakira inzu izina ryanjye, kandi nzakomeza ingoma ye iteka ryose.

13Nzamubera umubyeyi, na we ambere umwana. Sinzamukuraho umutima, nk'uko nazinutswe uwakubanjirije.

14Nzamugumisha mu nzu yanjye no mu bwami bwanjye ubuziraherezo, n'ingoma ye izakomere iteka ryose.'»

15Natani abwira atyo Dawudi, akurikije ayo magambo yose n'iryo bonekerwa ryose.

### Isengesho rya Dawudi

(2 Sam 7,18–29)

16Nuko umwami Dawudi aza kwicara imbere y'Uhoraho, aravuga ati «Ndi nde, Nyagasani Uhoraho, kandi inzu yanjye ni iyihe, kugira ngo ube ungejeje aha ngaha?

17None Nyagasani, usanze ibyo bidahagije, maze uhishurira umugaragu wawe uko inzu ye izamera no mu bihe bizaza! Ibyo byose urabinkoreye, Nyagasani Uhoraho, nk'aho nabaye umuntu ukomeye cyane!

18Ubwo se Dawudi ashobora kongera kugira icyo akubwira, kandi wowe uzi neza umugaragu wawe wakujije, Nyagasani Uhoraho?

19Ukurikije umugambi w'umutima wawe, Uhoraho, wagiriye umugaragu wawe ubuntu buhebuje umumenyesha ibyo byiza byose.

20Koko uri intagereranywa, Uhoraho, nta wundi muhwanye, kandi uretse wowe nta yindi Mana ibaho, duhereye ku byo twiyumviye n'amatwi yacu byose!

21Kandi nta wundi muryango uhwanye na Israheli, umuryango wawe! Mbese ku isi yose hari umuryango n'umwe wahagurukiye gucungura, ukawugira uwawe, ukawuha izina ry'ikirangirire nk'uko wagenjereje Israheli umuryango wawe? Haba se hari undi muryango wakoreye ibintu by'agatangaza bingana bityo, ukawukura mu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Misiri, ukirukana imbere yawo amahanga menshi?

22Wihangiye Israheli, umuryango wawe, kugira ngo ikubere iteka umuryango wawe bwite, kandi wowe Uhoraho, ube Imana yawo.

23None rero, Uhoraho Mana yanjye, ijambo wavuze ku mugaragu wawe n'urubyaro rwe urikomeze iteka, kandi urirangize uko wabyivugiye.

24Koko, iryo jambo ryawe rikomeze, maze izina ryawe rikuzwe iteka ryose, kandi bavuge bati 'Uhoraho, Umushoborabyose ni Imana ya Israheli! Maze inzu ya Dawudi umugaragu wawe izakomere imbere yawe!'

25Kuko ari wowe ubwawe, Mana yanjye, wabihishuriye umugaragu wawe uvuga uti 'Nzakubakira inzu.' Ngiyo impamvu umugaragu wawe yatinyutse kuvuga iri sengesho.

26Ikindi kandi, Nyagasani Uhoraho, ni wowe Mana, kandi ukaba usezeranyije umugaragu wawe iryo hirwe.

27Nuko rero, ugire ubuntu uhe inzu y'umugaragu wawe umugisha, kugira ngo ihore iteka imbere yawe. Kuko ari wowe, Nyagasani Uhoraho, ubivuze, kandi ku bw'umugisha wawe, inzu y'umugaragu wawe ijye ihabwa imigisha iteka ryose.»

## Icya mbere cy'Amateka 18

### Dawudi anesha amahanga baturanye

(2 Sam 8,1–14)

1Nyuma y'ibyo, Dawudi atsinda Abafilisiti, maze arabacogoza. Afata Gati n'insisiro zayo, ayinyaga Abafilisiti.

2Atsinda n'Abamowabu, nuko Abamowabu bahinduka abagaragu ba Dawudi, bakamuha imisoro.

3Dawudi atsindira Hadadezeri, umwami w'i Soba, ahagana Hamati, ubwo Hadadezeri uwo yari amaze kugenda, agira ngo yigarurire uruzi rwa Efurati.

4Nuko Dawudi amutwara amagare igihumbi, abagendera ku mafarasi ibihumbi birindwi, n'ibihumbi makumyabiri byo mu ngabo zigenza amaguru. Dawudi atema ibitsi by'amafarasi yose akurura amagare, asiga ijana gusa.

5Bukeye Abaramu b'i Damasi baza gutabara Hadadezeri, umwami w'i Soba, ariko Dawudi abicamo abantu ibihumbi makumyabiri na bibiri.

6Nuko Dawudi ashyiraho abatware muri Aramu y'i Damasi, maze Abaramu bahinduka abagaragu ba Dawudi bakajya bamuha imisoro. Uhoraho yahaga Dawudi gutsinda aho yateraga hose.

7Dawudi anyaga abagaragu ba Hadadezeri ingabo za zahabu bikingiraga, azijyana i Yeruzalemu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8I Tibuhati n'i Kuni, imigi ya Hadadezeri, Dawudi ahakura imiringa myinshi cyane; ni na yo Salomoni yacuzemo ikizenga, inkingi n'ibindi bikoresho by'umuringa.

9Towu, umwami w'i Hamati, yumva ko Dawudi yatsinze ingabo zose za Hadadezeri, umwami w'i Soba.

10Towu aherako yohereza umuhungu we Hadoramu ku umwami Dawudi kugira ngo amuramutse kandi amushimire ko yarwanyije Hadadezeri akamunesha, kuko Hadadezeri yari umwanzi wa Towu. Nuko Towu ashyira Dawudi ibintu byiza byinshi bya zahabu, feza n'imiringa.

11Ibyo bintu na byo umwami Dawudi abitura Uhoraho, abyongera kuri feza na zahabu yari yaranyaze amahanga yose yatsinze: ari yo Edomu, Mowabu, bene Hamoni, Abafilisiti na Amaleki.

12Abishayi mwene Seruya atsindira Abanyedomu ibihumbi cumi n'umunani mu kibaya cy'Umunyu.

13Ashyiraho abatware muri Edomu kandi Abanyedomu bose bahinduka abagaragu ba Dawudi. Uhoraho yahaga Dawudi gutsinda aho yateraga hose.

### Irondora ry'abafasha ba Dawudi

14Dawudi ategeka Israheli yose, acira abantu bose imanza z'intabera.

15Yowabu mwene Seruya yategekaga ingabo; Yehoshafati mwene Ahiludi yari umunyamabanga w'umwami;

16Sadoki mwene Ahitubi na Abimeleki mwene Abiyatari bari abaherezabitambo; Shawusha yari umwanditsi;

17Benayahu mwene Yehoyada yategekaga Abakereti n'Abapeleti; naho bene Dawudi, bari ibyegera by'umwami.

## Icya mbere cy'Amateka 19

### Intumwa za Dawudi zisuzugurwa

(2 Sam 10,1–5)

1Nyuma y'ibyo, Nahashi, umwami w'Abahamoni, aza gupfa, maze umuhungu we amusimbura ku ngoma.

2Nuko Dawudi aravuga ati «Sinzahemukira Hanuni mwene Nahashi, nk'uko se na we atampemukiye.» Dawudi ni ko kohereza intumwa zo kumuhoza mu kababaro k'urupfu rwa se. Bityo, abagaragu ba Dawudi bagera mu gihugu cy'Abahamoni kwa Hanuni kugira ngo bamuhoze.

3Ariko abatware b'Abahamoni babwira umwami wabo Hanuni, bati «Uratekereza ko Dawudi akoherereje abo bantu be kuguhoza ari uko yubashye so? Ntuzi ahubwo ko yohereje abagaragu be kwitegereza igihugu, kugitata no kukigusha?»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Nuko Hanuni afata abagaragu ba Dawudi, abogosha ubwanwa, akeba imyambaro yabo guhera hasi kugera ku matako, maze arabasezerera.

5Babibwiye Dawudi, yohereza umuntu kubasanganira, kuko bari bakozwe n'ikimwaro. Nuko umwami abatumaho ati «Muhame i Yeriko, kugeza ubwo ubwanwa buzaba bumaze kumera. Ni bwo rero muzabona kugaruka.»

### Dawudi arwana n'Abahamoni n'Abaramu

(2 Sam 10,6–19)

6Hanuni n'Abahamoni babonye ko basuzuguye Dawudi bikabije, ni ko kohereza abantu ku Baramu b'i Naharayimu, ab'i Mahaka n'ab'i Soba kubasaba ngo bisungane, kandi ngo babahe amagare n'amafarasi.

7Bakodesha batyo amagare ibihumbi mirongo itatu na bibiri, nuko umwami wa Mahaka n'abantu be baraza, bashinga ingando yabo aharebana na Medeba, naho Abahamoni na bo barakorana, bava mu migi yabo bagiye ku rugamba.

8Dawudi arabimenya, yohereza Yowabu n'ingabo zose zimenyereye intambara.

9Bukeye, Abahamoni barasohoka barema inteko mu marembo y'umugi wabo, naho abami bari baje gutabara, bo bari ukwabo ku gasozi.

10Yowabu asanga agomba guturuka urugamba imbere n'inyuma, ni ko gutoranya abantu b'intwari mu ngabo za Israheli, maze abashyira ahateganye n'Abaramu.

11Abasigaye bose abaha murumuna we Abishayi, maze abahagarika imbere y'Abahamoni.

12Nuko Yowabu abwira Abishayi, ati «Abaramu nibaramuka bandushije imbaraga, uraza kuntabara. Abahamoni kandi na bo nibakurusha imbaraga, ndibuze kugutabara.

13Ukomere, tugaragaze ubutwari kubera umuryango wacu n'imigi y'Imana yacu! Kandi Uhoraho arakore uko abishaka.»

14Nuko Yowabu n'ingabo ze basatira urugamba, kugira ngo barwane n'Abaramu, maze bo barabahunga.

15Abahamoni ngo babone ko Abaramu bahunze, na bo baherako bahunga Abishayi bataha mu mugi wabo. Yowabu areka atyo kurwana n'Abahamoni, agaruka i Yeruzalemu.

16Abaramu babonye ko baneshejwe n'Abayisraheli, bohereza intumwa ngo zijye gutabaza n'Abaramu bo hakurya y'Uruzi. Shofaki, umugaba w'ingabo za Hadadezeri ni we wabategekaga.

17Babimenyesha Dawudi, na we akoranya Abayisraheli bose, yambuka Yorudani, abageraho, maze arabitegura. Dawudi ategura ingabo ze ngo zirwane n'Abaramu,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nuko baba ari bo bashoza urugamba.

18Abaramu baza guhunga Abayisraheli, nuko Dawudi abicamo abanyamagare ibihumbi birindwi, n'abandi ibihumbi mirongo ine bo mu ngabo zagenzaga amaguru. Yica na Shofaki, umugaba w'ingabo.

19Abatabaye Hadadezeri babonye ko baneshejwe n'Abayisraheli, bahakwa kuri Dawudi, baramukorera. Abaramu kandi ntibongera gutabara Abahamoni.

## Icya mbere cy'Amateka 20

### Dawudi yigarurira umugi wa Raba

(2 Sam 12,30–31)

1Nuko ngo umwaka utahe, igihe abami batabaye, Yowabu azana ingabo ze atera igihugu cy'Abahamoni. Hanyuma agota Raba, naho Dawudi akaba yasigaye i Yeruzalemu. Yowabu atsinda Raba arayisenya.

2Nuko Dawudi yambura Milikomu ikamba ry'ubwami, asanga rifite uburemere bw'italenta imwe ya zahabu, kandi ririmo n'ibuye ry'agaciro. Nuko Dawudi atamiriza iryo kamba, kandi muri uwo mugi ahavana iminyago myinshi cyane.

3Naho abaturage b'aho, arabajyana kugira ngo bajye bakoresha inkero, amapiki n'intorezo. Uko ni ko Dawudi yagenjereje imigi yose y'Abahamoni. Hanyuma Dawudi n'ingabo ze zose basubira i Yeruzalemu.

### Dawudi arwana n'Abafilisiti

(2 Sam 21,18–22)

4Nyuma y'ibyo, i Gezeri habaye intambara irwanya Abafilisiti. Ni bwo Sibekayi w'i Husha yanesheje Sipayi, umwe mu bana b'Abarefayimu, maze Abafilisiti barabagaragira.

5Hongera kuba intambara irwanya Abafilisiti. Ni bwo Elihanani mwene Yayiri yishe Lahumi umuvandimwe wa Goliyati w'i Gati; uruti rw'icumu rye rukaba rwanganaga n'igiti baboheraho imyenda.

6Hongera kuba intambara i Gati. Hari umugabo w'igihangange wari ufite intoki esheshatu ku biganza, n'amano atandatu ku birenge, byose hamwe bikaba makumyabiri na bine. Na we yakomokaga ku Barefayimu.

7Nuko agasuzugura Abayisraheli, ariko Yonatani mwene Shimeyi umuvandimwe wa Dawudi aramwica.

8Abo bantu bakomokaga kuri Rafa w'i Gati, bishwe na Dawudi n'abagaragu be.

## Icya mbere cy'Amateka 21

### Dawudi akoresha ibarura ry'umuryango w'Abayisraheli

(2 Sam 24,1–9)

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1Sekibi atera Israheli, yoshya Dawudi kubarura Abayisraheli.

2Dawudi abwira Yowabu n'abatware b'umuryango, ati «Mugende, mubarure Abayisraheli muhereye i Berisheba kugera i Dani, maze muzambwire umubare wabo, nywumenye.»

3Yowabu aravuga, ati «Uhoraho nakube umuryango we mo incuro ijana! Shobuja Mwami, ese abo bose si abagaragu bawe? Shobuja se, ibyo bigushishikarije iki? Kandi ni iki cyatuma Israheli yazabiryozwa?»

4Ariko itegeko ry'umwami riganza Yowabu, aragenda, azenguruka Israheli yose, hanyuma agaruka i Yeruzalemu.

5Nuko Yowabu ashyikiriza Dawudi imibare y'abantu babaruwe. Abayisraheli bose bari abagabo miliyoni imwe n'ibihumbi ijana bashoboraga kurwanisha inkota, naho Abayuda bakaba abagabo ibihumbi magana ane na mirongo irindwi bashoboraga kurwanisha inkota.

6Nyamara muri bo Yowabu ntiyari yabaruriyemo Abalevi n'Ababenyamini, kuko itegeko ry'umwami ryari ryamubabaje cyane.

## Imana ihana Dawudi

(2 Sam 24,10–17)

7Imana ntiyishimira ibyari bibaye, nuko ihana Israheli.

8Dawudi abwira Imana, ati «Ni icyaha gikomeye nakoze. None rero, ndakwinginze ngo ubabarire ikosa ry'umugaragu wawe, kuko nakoze nk'umusazi!»

9Uhoraho abwira Gadi, umushishozi wa Dawudi, ati

10«Genda ubwire Dawudi, uti 'Dore uko Uhoraho avuze: Ngushyize imbere ibihano bitatu. Hitamo kimwe muri byo, maze nzabe ari cyo nguhanisha.»

11Nuko Gadi asanga Dawudi, aramubwira ati «Uhoraho aravuze ngo: Muri ibi, uko ari bitatu, icyo uhisemo ni ikihe?

12Ari amapfa y'imyaka itatu, ari ukumara amezi atatu uhunga umwanzi waguhagurukiye, cyangwa se mu minsi itatu ukarimburwa n'umumalayika w'Uhoraho, agateza icyorezo mu gihugu cyose? Ubu ngubu tekereza, maze umbwire icyo ngomba gusubiza Uwantumye.»

13Dawudi abwira Gadi, ati «Ndashobewe! Reka ngwe mu maboko y'Uhoraho kuko impuhwe ze ari nyinshi cyane, aho kugwa mu maboko y'abantu!»

14Nuko Uhoraho ateza Israheli icyorezo, hapfa abantu ibihumbi mirongo irindwi muri Israheli.

15Imana yohereza malayika i Yeruzalemu kugira ngo ayirimbure. Nk'aho yayirimbuye, Uhoraho arabireba maze agira impuhwe. Abwira malayika

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

w'umurimbuzi, ati «Birahagije! Ubu ngubu hina ukuboko!» Ubwo malayika w'Uhoraho yarahagaze ku mbuga ya Orunani w'Umuyebuzi.

16 Dawudi yubuye amaso abona malayika w'Uhoraho ahagaze hagati y'isi n'ijuru, afite mu ntoki inkota itari mu rwubati, ayerekeje kuri Yeruzalemu. Dawudi n'abakuru bambaye ibigunira, barambarara ku butaka bubamye.

17 Dawudi abwira Imana, ati «Ese si jye wategetse ko abantu babarurwa? None se si jyewe wacumuye kandi nkagira nabi? Ariko se ririya shyo ryakoze iki? Uhoraho Mana yanjye, ukuboko kwawe nikube ari jye gushikamira, jyewe n'uru rugo rwanjye, ariko umuryango wose uwurokore iki cyorezo!»

## Dawudi yubakira urutambiro Uhoraho

(2 Sam 24,18–25)

18 Malayika w'Uhoraho ategeka Gadi kubwira Dawudi, ati «Dawudi nazamuke yubake urutambiro rw'Uhoraho ku mbuga ya Orunani w'Umuyebuzi!»

19 Dawudi arazamuka nk'uko Gadi yari abimubwiye mu izina ry'Uhoraho.

20 Orunani yahuraga ingano; ahindukiye abona malayika, nuko abana be bane bari kumwe na we bajya kwihisha.

21 Dawudi asanga Orunani, nuko Orunani aritegereza abona umwami; ako kanya ava ku mbuga, yunama imbere ya Dawudi, akoza uruhanga ku butaka.

22 Nuko Dawudi abwira Orunani, ati «Mpa imbuga yawe, tuyigure maze nyubakeho urutambiro rw'Uhoraho. Yimpe turayigura ku giciro cya feza ikwiye, maze dutsinde iki cyorezo!»

23 Orunani asubiza Dawudi, ati «Yitwarire, maze databuja umwami ayikoreshe uko ashaka. Reba, n'ibimasa ndabiguhaye bibe ibitambo bitwikwa, nguhaye n'ibiti byakururaga bibe inkwi, naho ingano zibe ituro; byose ndabiguhaye!»

24 Ariko umwami Dawudi abwira Orunani, ati «Oya! Ndabigura ku giciro cya feza gikwiye. Ibyawe sinabifatira Uhoraho ngo mbimutureho ibitambo bitwikwa nta cyo mbiguze!»

25 Nuko Dawudi aha Orunani zahabu ifite uburemere bw'amasikeli magana atandatu kuri iyo mbuga.

26 Dawudi ayubakamo urutambiro rw'Uhoraho kandi atura ibitambo bitwikwa n'ibitambo by'ubuhoro. Yambaza Uhoraho, na we amusubirisha umuriro uvuye mu ijuru ujya ku rutambiro rw'ibitambo bitwikwa.

27 Hanyuma Uhoraho ategeka malayika gusubiza inkota ye mu rwubati.

28 Dawudi rero abonye ko Uhoraho yamusubirije ku mbuga ya Orunani w'Umuyebuzi, ahaturira ibitambo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

29Muri icyo gihe Inzu y'Uhoraho n'urutambiro rw'ibitambo bitwikwa Musa yari yarubatse mu butayu, byari ahirengeye i Gibewoni.

30Ariko Dawudi ntiyashoboraga kujyayo ngo ahambarize Imana, kuko yari yarakanzwe n'inkota ya malayika w'Uhoraho.

## Icya mbere cy'Amateka 22

1Nuko Dawudi aravuga, ati «Aha ni ho habaye Ingoro y'Uhoraho Imana, kandi uru rutambiro rw'ibitambo ni rwo Abayisraheli bazajya baturiraho ibitambo bitwikwa !»

### Dawudi ategura iyubakwa ry'Ingoro y'Uhoraho

2Dawudi ategeka ko bakoranya abanyamahanga bari mu gihugu cya Israheli, kandi ashyiraho ababaji b'amabuye bo gucukura amabuye agenewe kubaka Ingoro y'Imana.

3Dawudi ategura ibyuma byinshi byo gucuramo imisumari yo gutera mu bizingiti by'inzugi, n'iyo gutera amapata, ategura imiringa myinshi itagira uko ingana,

4n'ibiti by'amasederi bitabarika, kuko Abasidoni n'Abanyatiri bari bazaniye Dawudi ibiti byinshi by'amasederi.

5Dawudi yaribwiraga ati «Umuhungu wanjye Salomoni aracyari muto, ntarakomera, kandi iyo Ngoro ashinzwe kubakira Uhoraho igomba kwamamara mu bihugu byose kubera ubunini bwayo n'ubwiza bwayo; nzamutegurira ibya ngombwa.» Nuko Dawudi ategura byinshi mbere y'itanga rye.

### Dawudi ashinga Salomoni kubaka Ingoro y'Uhoraho

6Dawudi ahamagara Salomoni umuhungu we, amutegeka kubakira Ingoro Uhoraho, Imana ya Israheli.

7Dawudi abwira Salomoni, ati «Mwana wanjye, nari mfite ku mutima kuzubakira izina ry'Uhoraho Imana yanjye Ingoro.

8Ariko Uhoraho yarambwiye ati 'Wamennye amaraso menshi kandi warwanye intambara zikomeye. Ntuzubakira izina ryanjye Ingoro, kuko wamennye amaraso menshi ku isi imbere yanjye.

9Dore wabyaye umwana, uzaba umuntu w'ituze; nzamuha kugirana amahoro n'abanzi be bamukikije, kuko azitwa Salomoni, kandi mu gihe cye nzaha Israheli amahoro n'ituze.

10Ni we uzubakira izina ryanjye Ingoro. Azambera umwana nanjye mubere umubyeyi, kandi nzakomeza ubwami bwe muri Israheli iteka ryose.'

11None ubu ngubu Uhoraho nabane nawe, mwana wanjye, kugira ngo wubakane umurava Ingoro y'Uhoraho Imana yawe, nk'uko yabikuvuzeho!


© 2012, Bible Society of Rwanda.

12Gusa, Uhoraho azaguhe ugushishoza n'ubuhanga mu gihe azaba agushyize muri Israheli ngo uhategeke, kugira ngo witondere Itegeko ry'Uhoraho Imana yawe!

13Nuko rero, uzabona umugisha niwita kandi ugakurikiza amategeko n'amatangazo Uhoraho yahereye Musa Abayisraheli. Komera kandi ube intwari! Ntutinye kandi ntugire ubwoba.

14Dore nakoze uko nshoboye, nteganyiriza Ingoro y'Uhoraho amatalenta ibihumbi ijana ya zahabu n'amatalenta ibihumbi n'ibihumbi ya feza. Naho imiringa n'ibyuma, ntibigira uko bingana. Nateguye kandi ibiti n'amabuye, uzabyongera.

15Ufite abakozi benshi, abacukura amabuye, ababaza amabuye n'ibiti, n'abantu bazi imyuga y'amoko yose.

16Izahabu, feza, imiringa n'ibyuma, ntibibarika. Haguruka ukore, kandi Uhoraho nabane nawe!»

17Dawudi ategeka abatware bose b'Abayisraheli gufasha umuhungu we Salomoni, agira ati

18«Mbese Uhoraho Imana yanyu ntari kumwe namwe? Ese ntiyabahaye amahoro impande zose? Koko rero, yangabije abaturage b'igihugu cyaneshejwe n'Uhoraho n'umuryango we.

19Ubu ngubu nimushakashake Uhoraho Imana yanyu n'umutima wanyu wose n'amagara yanyu yose! Nimuhaguruke! Mwubake Ingoro y'Uhoraho Imana yanyu! Muzayinjizemo Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho hamwe n'ibikoresho byose byeguriwe izina ry'Uhoraho.»

## Icya mbere cy'Amateka 23

### Dawudi ashyiraho imitwe y'abalevi

1Dawudi yari ashaje kandi ageze mu zabukuru igihe yimikaga umuhungu we Salomoni ngo abe umwami w'Abayisraheli.

2Hanyuma akoranya abatware bose b'Abayisraheli, hamwe n'abaherezabitambo n'abalevi.

3Maze abalevi bagejeje ku myaka mirongo itatu y'amavuko n'abayirengeje barabarwa. Umubare wabo, uko babazwe umwe umwe, wageraga ku bantu ibihumbi mirongo itatu n'umunani.

4Muri bo ibihumbi makumyabiri na bine bashingwa kuyobora imirimo y'Ingoro y'Uhoraho, abandi ibihumbi bitandatu bagirwa abanditsi n'abacamanza,

5abandi ibihumbi bine bari abanyanzugi, n'ibihumbi bine basigaye bashingwa gusingiza Uhoraho bakoresheje ibyuma bibigenewe Dawudi yari yaracurishije.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6Dawudi abashyira mu mitwe itatu akurikije bene Levi, ari bo Gerishoni, Kehati na Merari.

7Abagerishoni ni Ledani na Shimeyi.

8Bene Ledani ni batatu: Yehiyeli w'umutware na Zetamu na Yoweli.

9Bene Shimeyi ni batatu: Shelomiti, Haziyeli na Harani; ni bo batware b'amazu yo kwa Ledani.

10Bene Shimeyi ni Yahati, Ziza, Yewushi na Beriya, ni bo bana bane ba Shimeyi.

11Yahati yari imfura, Ziza ari uwa kabiri, naho Yewushi na Beriya, kubera ko batabyaye abahungu benshi, bafatwa nk'inzu imwe.

12Bene Kehati ni bane: Amurani, Yisehari, Heburoni na Uziyeli.

13Bene Amurani ni Aroni na Musa. Aroni ashyirwa ukwe kugira ngo we n'abahungu be bazahore bahereza Uhoraho amaturo matagatifu, no kugira ngo ajye yosereza imibavu imbere y'Imana, kandi amukorere, ahe rubanda umugisha mu izina rye ubuziraherezo.

14Musa yabaye umuntu w'Imana; abana be babariwe mu muryango wa Levi.

15Bene Musa ni Gerishomu na Eliyezeri.

16Mwene Gerishomu ni Shebuweli w'imfura.

17Mwene Eliyezeri ni Rehabiya w'umutware; nta bandi bahungu Eliyezeri yabyaye, ariko bene Rehabiya babaye benshi cyane.

18Mwene Yisehari ni Shelomiti w'imfura.

19Bene Heburoni ni Yeriyahu w'imfura, Amariya ni uwa kabiri, Yahaziyeli ni uwa gatatu, na Yekameyamu uwa kane.

20Bene Uziyeli ni Mikaya w'imfura, na Yishiya uwa kabiri.

21Bene Merari ni Mahuli na Mushi. Bene Mahuli ni Eleyazari na Kishi.

22Eleyazari yapfuye nta muhungu agira ariko afite abakobwa; bashyingirwa bene Kishi abavandimwe babo.

23Bene Mushi ni batatu: Mahuli, Ederi na Yeremoti.

24Abo ni bo bene Levi hakurikijwe amazu yabo. Bari abatware b'amazu yabo, kandi barabaruwe buri wese mu izina rye; bose kuva ku myaka makumyabiri gusubiza hejuru bakoreraga Ingoro y'Uhoraho.

25Koko rero Dawudi yari yaravuze ati «Uhoraho, Imana ya Israheli, yahaye ituze umuryango we kandi atuye i Yeruzalemu ubuziraherezo.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

26Kuva ubu abalevi ntibazongera guheka Ihema rye n’ibikoresho byaryo byose.»

27Iryo tegeko rya Dawudi ryo kubarura bene Levi bafite imyaka makumyabiri n’abayirengeje ryabaye kimwe mu byo yategetse bwa nyuma.

28Bagombaga kumvira bene Aroni mu mirimo yo mu Ngoro y’Uhoraho, n’iyo mu bikari no mu byumba; bagombaga no gusukura ibintu byose byeguriwe umurimo w’Ingoro y’Imana.

29Bari bashinzwe kwita ku migati y’umumuriko, ku ifu y’ituro, no ku yandi moko yose y’imigati, ari idasembuye, ari n’ikaranzwe. Ni bo kandi basuzumaga ibipimisho by’uburemere n’iby’uburebure.

30Uretse n’ibyo, buri gitondo bagombaga kuba biteguye kugira ngo bahimbaze kandi basingize Uhoraho, no ku mugoroba bikaba uko,

31ndetse no mu gihe cyo gutura Uhoraho ibitambo bitwikwa, ku masabato, ku mboneko z’ukwezi no ku minsi mikuru, nk’uko amategeko yabigennye.

32Bityo bagombaga kwita ku Ihema ry’ibonaniro, no gufasha bene Aroni, abavandimwe babo, mu cyitwa umurimo cyose wo mu Ngoro y’Uhoraho.

## Icya mbere cy'Amateka 24

### Imitwe y’abaherezabitambo

1Ngiyi imitwe ya bene Aroni: Bene Aroni ni Nadabu na Abihu, Eleyazari na Itamari.

2Nadabu na Abihu bapfuye bucike mbere ya se; imirimo y’ubuherezabitambo ikorwa na Eleyazari na Itamari.

3Dawudi na Sadoki wo muri bene Eleyazari, na Ahimeleki wo muri bene Itamari, babagabanyamo imitwe bakurikije akazi kabo.

4Nyamara bene Eleyazari bari abagabo benshi kuruta bene Itamari ; ni yo mpamvu bene Eleyazari bagabanyijwemo amazu cumi n’atandatu, naho bene Itamari bagabanywamo amazu umunani, hamwe n’abatware bayo.

5Babagabanyije bakoresheje ubufindo, kuko ari muri bene Eleyazari cyangwa se muri bene Itamari harimo ibikomangoma by’Ingoro n’ibikomangoma by’Imana.

6Shemaya mwene Netaneli, wari umwanditsi mu balevi, abandikira imbere y’umwami, wari kumwe n’ibikomangoma, n’umuherezabitambo Sadoki, na Ahimeleki mwene Abiyatari, n’abatware b’amazu y’abaherezabitambo n’ay’abalevi: nuko inzu imwe itoranyirizwa Eleyazari, naho indi itoranyirizwa Itamari.

7Ubufindo bwa mbere bwaguye kuri Yehoyaribu, ubwa kabiri kuri Yedaya,

8ubwa gatatu kuri Harimu, ubwa kane kuri Seworimu,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9ubwa gatanu kuri Malikiya, ubwa gatandatu kuri Miyamini,

10ubwa karindwi kuri Hakosi, ubwa munani kuri Abiya,

11ubwa cyenda kuri Yeshuwa, ubwa cumi kuri Shekanyahu,

12ubwa cumi na rimwe kuri Eliyashibu, ubwa cumi na kabiri kuri Yakimu,

13ubwa cumi na gatatu kuri Hupa, ubwa cumi na kane kuri Ishibehali,

14ubwa cumi na gatanu kuri Biluga, ubwa cumi na gatandatu kuri Imeri,

15ubwa cumi na karindwi kuri Heziri, ubwa cumi n'umunani kuri Hapisesi,

16ubwa cumi n'icyenda kuri Petahiya, ubwa makumyabiri kuri Yehezikeli,

17ubwa makumyabiri na rimwe kuri Yakini, ubwa makumyabiri na kabiri kuri Gamuli,

18ubwa makumyabiri na gatatu kuri Delayahu, n'ubwa makumyabiri na kane kuri Maziyahu.

19Uko ni ko imitwe y'abalevi yagabanyijwe kugira ngo binjire mu Ngoro y'Uhoraho hakurikijwe itegeko ryatanzwe na sekuru wabo Aroni, nk'uko yabitegetswe n'Uhoraho, Imana ya Israheli.

### Imitwe y'abalevi basigaye

20Dore amazina ya bene Levi basigaye: Muri bene Amurani ni Shubayeli; muri bene Shubayeli ni Yehideyahu.

21Kwa Rehabiyahu, mu bahungu be ni Yishiya w'imfura.

22Mu Bayisehari ni Shelomoti. Muri bene Shelomoti ni Yahati.

23Muri bene Heburoni ni Yeriyahu w'imfura, Amariyahu uwa kabiri, Yahaziyeli uwa gatatu, Yekamiyamu uwa kane.

24Mwene Uziyeli ni Mikaya, naho mwene Mikaya ni Shamiri.

25Umuvandimwe wa Mikaya ni Yishiya, naho muri bene Yishiya ni Zekariyahu.

26Bene Merari ni Mahuli, Mushi, na Yaziyahu.

27Bene Merari bo ku muhungu we Yaziyahu ni Shohamu, Zakuri na Iburi.

28Kwa Mahuli ni Eleyazari utarigeze umwana,

29na Kishi. Mwene Kishi ni Yerahumeyeli.

30Bene Mushi ni Mahuli, Ederi na Yerimoti. Abo ni bo bene Levi hakurikijwe amazu yabo.

31Na bo kimwe n'abavandimwe babo bene Aroni, bakoresheje ubufindo imbere


© 2012, Bible Society of Rwanda.

y'umwami Dawudi wari kumwe na Sadoki, na Ahimeleki, n'abatware b'amazu y'abaherezabitambo, n'ay'abalevi. Bityo nta tandukanyirizo ryari hagati y'inzu y'imfura n'iy'umuhererezi.

## Icya mbere cy'Amateka 25

### Imitwe y'abaririmbyi

1Dawudi n'abakuru b'ingabo batora bene Asafu, bene Hemani na bene Yedutuni kugira ngo bajye bahanura bifashishije inanga nto n'inini, n'ibyuma birangira. Dore amazina y'abantu bashinzwe uwo murimo:

2Muri bene Asafu ni Zakuri, Yozefu, Netaniya na Asarela; bategekwaga na se Asafu, wahanuraga ayobowe n'umwami.

3Muri bene Yedutuni ni Gedaliyahu, Seri, Yeshayahu, Shimeyi, Hashabiyahu na Matitiyahu; uko bari batandatu bategekwaga na se Yedutuni, wahanuraga yifashishije inanga kugira ngo ahimbaze kandi asingize Uhoraho.

4Muri bene Hemani ni Bukiyahu, Mataniyahu, Uziyeli, Shebuweli, Yerimoti, Hananiya, Hanani, Eliyata, Gidaliti, Romamutezeri, Yoshubekasha, Maloti, Hotiri, na Mahaziyoti.

5Abo bose bari bene Hemani, umushishozi w'umwami wamenyeshaga umwami amagambo y'Imana. Kugira ngo Imana iheshe Hemani icyubahiro, yamuhaye abahungu cumi na bane n'abakobwa batatu.

6Abo bose, se yarabayoboraga mu ndirimbo zo mu Ngoro y'Imana, bagakoresha ibyuma birangira, inanga nto n'inini. Nguko uko batunganyaga imihango yo mu Ngoro y'Imana, bayobowe n'umwami, na Asafu, na Yedutuni na Hemani.

7Bose, hamwe n'abavandimwe babo bari baratojwe kuririmbira Uhoraho, bakabigiramo ubuhanga, bari magana abiri na mirongo inani n'umunani.

8Bakoresha ubufindo kugira ngo barebe uko abo baririmbyi bazajya bakurikirana, badatandukanyije abasaza n'abasore, cyangwa abahanga n'abatangizi.

9Nuko ubufindo bwa mbere bugwa kuri Yozefu mwene Asafu. Ubwa kabiri ni kuri Gedaliyahu, abahungu be n'abavandimwe be; bose hamwe baba cumi na babiri.

10Ubwa gatatu kuri Zakuri, abahungu be n'abavandimwe be; baba cumi na babiri.

11Ubwa kane kuri Yiseri, abahungu be n'abavandimwe be; baba cumi na babiri.

12Ubwa gatanu kuri Netaniyahu, abahungu be n'abavandimwe be; baba cumi na babiri.

13Ubwa gatandatu kuri Bukiyahu, abahungu be n'abavandimwe be; baba cumi na babiri.

14Ubwa karindwi kuri Yesarela, abahungu n'abavandimwe be; baba cumi na babiri.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Ubwa munani kuri Yeshayahu, abahungu be n'abavandimwe be; baba cumi na babiri.

16Ubwa cyenda kuri Mataniyahu, abahungu be n'abavandimwe be; baba cumi na babiri.

17Ubwa cumi kuri Shimeyi, abahungu be n'abavandimwe be; baba cumi na babiri.

18Ubwa cumi na rimwe kuri Azareli, abahungu be n'abavandimwe be; baba cumi na babiri.

19Ubwa cumi na kabiri kuri Hashaviya, abahungu be n'abavandimwe be; baba cumi na babiri.

20Ubwa cumi na gatatu kuri Shubayeli, abahungu be n'abavandimwe be; baba cumi na babiri.

21Ubwa cumi na kane kuri Matitiyahu, abahungu be n'abavandimwe be; baba cumi na babiri.

22Ubwa cumi na gatanu kuri Yeremoti, abahungu be n'abavandimwe be; baba cumi na babiri.

23Ubwa cumi na gatandatu kuri Hananiyahu, abahungu be n'abavandimwe be; baba cumi na babiri.

24Ubwa cumi na karindwi kuri Yoshibekasha, abahungu be n'abavandimwe be; baba cumi na babiri.

25Ubwa cumi n'umunani kuri Hanani, abahungu be n'abavandimwe be; baba cumi na babiri.

26Ubwa cumi n'icyenda kuri Maloti, abahungu be n'abavandimwe be; baba cumi na babiri.

27Ubwa makumyabiri kuri Eliyata, abahungu be n'abavandimwe be; baba cumi na babiri.

28Ubwa makumyabiri na rimwe kuri Hotiri, abahungu be n'abavandimwe be; baba cumi na babiri.

29Ubwa makumyabiri na kabiri kuri Gidaliti, abahungu be n'abavandimwe be; baba cumi na babiri.

30Ubwa makumyabiri na gatatu kuri Mahaziyoti, abahungu be n'abavandimwe be; baba cumi na babiri.

31Ubwa makumyabiri na kane kuri Romamutezeri, abahungu be n'abavandimwe be; baba cumi na babiri.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Icya mbere cy'Amateka 26

### Imitwe y’abanyanzugi

1 Dore imitwe y’abanyanzugi: Muri bene Kore ni Meshelemiyahu mwene Kore wa Ebiyasafu.

2 Meshelemiyahu yabyaye abahungu, ari bo Zekariyahu w’imfura, Yediyayeli uwa kabiri, Zebadiyahu uwa gatatu, Yatinyeli uwa kane,

3 Elamu uwa gatanu, Yehohanani uwa gatandatu, na Elihonayi uwa karindwi.

4 Obededomu yabyaye abahungu, ari bo Shemaya w’imfura, Yehozabadi uwa kabiri, Yowa uwa gatatu, Sakari uwa kane, Netaneli uwa gatanu,

5 Amiyeli uwa gatandatu, Isakari uwa karindwi, Pewuletayi uwa munani, kuko Imana yari yaramuhaye umugisha.

6 Umuhungu we Shemaya yabyaye abahungu babaye abatware b’inzu yabo kuko bari abagabo b’intwari.

7 Bene Shemaya ni Otini, Refayeli, Obedi, Elizabadi n’abavandimwe babo, Elihu na Semakiyahu, bari abagabo b’intwari.

8 Abo bose bari bene Obededomu; hamwe n’abahungu babo n’abavandimwe babo bari abagabo b’intwari kubera umwete bagaragazaga ku murimo wabo. Bene Obededomu bose ni mirongo itandatu na babiri.

9 Meshelemiyahu yari afite abahungu n’abavandimwe; bari abagabo b’intwari cumi n’umunani.

10 Hosa wo muri bene Merari yari afite abahungu: ni Shimuri — ntiyari imfura, ariko se yamugize umutware kubera ubutwari bwe —,

11 Hilikiyahu ni uwa kabiri, Zebadiyahu uwa gatatu, Zekariyahu uwa kane. Abahungu n’abavandimwe ba Hosa bose bari cumi na batatu.

12 Abagize iyo mitwe y’abanyanzugi hamwe n’abatware babo, bagombaga kwifatanya n’abavandimwe babo kugira ngo batunganye imirimo yo mu Ngoro y’Uhoraho.

13 Kuva ku muto kugera ku mukuru bakoresheje ubufindo bakurikije amazu yabo kugira ngo bamenye abazarinda buri rugi.

14 Iburasirazuba, ubufindo bugwa kuri Shelemiyahu. Umuhungu we Zekariyahu wari umujyanama w’umuhanga, ubufindo bumwegurira urugi mu majyaruguru.

15 Obededomu ahabwa urw’amajyepfo, naho abahungu be bahabwa kurinda amazu y’ ububiko.

16 Shupimu na Hosa bahabwa kurinda iburengerazuba hamwe n’urugi rwa Shaleketi ku muhanda uzamuka. Dore uko baharindaga:

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17iburasirazuba habaga abalevi batandatu ku munsi, mu majyaruguru hakaba bane, mu majyepfo bane, no mu mazu y'ububiko babiri babiri.

18Ahitwa i Parubari iburengerazuba hari abalevi bane ku muhanda, hakaba n'abandi babiri imbere ya Parubari.

19Iyo ni yo yari imitwe y'abanyanzugi batoranyijwe muri bene Kore no muri bene Merari.

### Indi mirimo yahawe abalevi bamwe

20Abalevi bamwe, abavandimwe babo, bari bashinzwe umutungo w'Ingoro y'Imana, n'umutungo w'amaturo matagatifu.

21Bene Ledani, umuhungu wa Gerishoni, bari bafite Abayehiyeli ho abatware b'amazu ya Ledani wa Gerishoni.

22Abahungu ba Yehiyeli, Zetamu na Yoweli umuvandimwe we, bari bashinzwe umutungo w'Ingoro y'Uhoraho.

23Mu mazu ya Amuramu, Yishari, Heburoni na Uziyeli,

24bahisemo Shebuweli wakomokaga kuri Gerishomu, mwene Musa, ngo abe umutware w'ububiko.

25Uretse Shebuweli, se Eliyezeri yabyaye na Rehabiyahu, wabyaye Yeshayahu, wabyaye Yoramu, wabyaye Zikuri, wabyaye Shelomiti.

26Uwo Shelomiti hamwe n'abavandimwe be, yari ashinzwe umutungo wose w'amaturo matagatifu, umwami Dawudi, abatware b'amazu, abatware b'abantu ibihumbi n'ab'amagana, n'abagaba b'ingabo, bari beguriye Imana.

27Koko bayeguriraga ibyo bavanye mu munyago wo mu ntambara, bagira ngo babitakishe Ingoro y'Uhoraho.

28N'ibyo Samweli umushishozi, na Sawuli mwene Kishi, na Abuneri mwene Neri, na Yowabu mwene Seruya, bari bareguriye Uhoraho byose byari bishinzwe Shelomiti n'abavandimwe be.

29Muri bene Yisehari, Kenaniyahu n'abahungu be bari bashinzwe iby'umubano mu Bayisraheli, bakababagira abanditsi n'abacamanza.

30Muri bene Heburoni, Hashabiyahu n'abavandimwe be, abagabo b'intwari igihumbi na magana arindwi, bari bashinzwe kugenzura Abayisraheli bo hakuno ya Yorudani, iburengerazuba, mu bibazo byose byerekeye Uhoraho n'umwami.

31Muri bene Heburoni, Yeriya ni we wari umutware. Mu mwaka wa mirongo ine w'ingoma ya Dawudi bashakishije hose abakomoka kuri Heburoni, basanga i Yezeri y'i Gilihadi hari abagabo b'intwari bavuka muri iyo nzu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

32Abavandimwe ba Yeriya bari abagabo b'intwari ibihumbi bibiri na magana arindwi, bakaba n'abatware b'amazu; nuko umwami Dawudi abashyiraho ngo bagenzure Abarubeni, Abagadi n'igice cya kabiri cy'umuryango wa Manase, mu bibazo byose byerekeye Imana n'umwami.

## Icya mbere cy'Amateka 27

### Ubutegetsi bwa gisirikare

1Dore intondeke y'Abayisraheli bakoreraga umwami mu kintu icyo ari cyo cyose cyerekeye imitwe y'ingabo; bari abatware b'amazu bategekaga ingabo igihumbi cyangwa ijana, hamwe n'abanditsi babo. Koko imitwe y'ingabo yarakurikiranaga mu mwaka, buri kwezi umutwe umwe ukaza, undi ugataha, kandi buri mutwe warimo abagabo ibihumbi makumyabiri na bine.

2Umutware w'umutwe w'ingabo wa mbere wo mu kwezi kwa mbere yari Yashobeyamu mwene Zabudiyeli, kandi umutwe w'ingabo ze wabaraga abagabo ibihumbi makumyabiri na bine.

3Yari uwo muri bene Pereshi kandi agategeka abagaba bose b'ingabo zo mu kwezi kwa mbere.

4Umutware w'ingabo w'umutwe wa kabiri wo mu kwezi kwa kabiri ni Dodayi w'i Aho; umutwe w'ingabo ze warimo abagabo ibihumbi makumyabiri na bine.

5Umutware w'umutwe wa gatatu w'ingabo zo mu kwezi kwa gatatu yari Benayahu, umuhungu w'umuherezabitambo mukuru Yehoyada; umutwe w'ingabo ze warimo abagabo ibihumbi makumyabiri na bine.

6Uwo Benayahu yari umugabo w'intwari wo muri Ba Mirongo itatu b'imena, kandi akaba umutware wabo. Umuhungu we Amizabadi na we yari mu mutwe w'ingabo ze.

7Umutware wa kane wo mu kwezi kwa kane yari Asaheli murumuna wa Yowabu, yazunguwe n'umuhungu we Zebadiya. Umutwe w'ingabo ze warimo abagabo ibihumbi makumyabiri na bine.

8Umutware wa gatanu wo mu kwezi kwa gatanu yari Shamuhuti w'i Yizurahi; umutwe w'ingabo ze warimo abagabo ibihumbi makumyabiri na bine.

9Umutware wa gatandatu wo mu kwezi kwa gatandatu yari Ira mwene Ikeshi w'i Tekowa; umutwe w'ingabo ze warimo abagabo ibihumbi makumyabiri na bine.

10Umutware wa karindwi wo mu kwezi kwa karindwi yari Heleshi w'i Peloni, muri bene Efurayimu; umutwe w'ingabo ze warimo abagabo ibihumbi makumyabiri na bine.

11Umutware wa munani wo mu kwezi kwa munani yari Sibekayi w'i Husha, muri bene Zarihi; umutwe w'ingabo ze warimo abagabo ibihumbi makumyabiri na bine.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12Umutware wa cyenda, wo mu kwezi kwa cyenda, yari Abiyezeri w'i Anatoti, muri bene Benyamini; umutwe w'ingabo ze warimo abagabo ibihumbi makumyabiri na bine.

13Umutware wa cumi wo mu kwezi kwa cumi yari Mahurayi w'i Netofa, muri bene Zerahi; umutwe w'ingabo ze warimo abagabo ibihumbi makumyabiri na bine.

14Umutware wa cumi n'umwe wo mu kwezi kwa cumi na kumwe yari Benaya w'i Pereyatoni, muri bene Efurayimu; umutwe w'ingabo ze warimo abagabo ibihumbi makumyabiri na bine.

15Umutware wa cumi na kabiri wo mu kwezi kwa cumi na kabiri yari Helidayi w'i Netofa, muri bene Otiniyeli; umutwe w'ingabo ze warimo abagabo ibihumbi makumyabiri na bine.

16Mu miryango y'Abayisraheli, umutegeka w'abo kwa Rubeni ni Eliyezeri mwene Zikuri; uw'abo kwa Simewoni ni Shefatiyahu mwene Mayaka;

17uw'Abalevi ni Hashabiya mwene Kemuweli; uw'abo kwa Aroni ni Sadoki;

18uw'abo kwa Yuda ni Elihu wo mu bavandimwe ba Dawudi; uw'abo kwa Isakari ni Omari mwene Mikayeli;

19uw'abo kwa Zabuloni ni Yishimayahu mwene Obadiyahu; uw'abo kwa Nefutali ni Yerimoti mwene Aziriyeli;

20uw'abo kwa Efurayimu ni Hosheya mwene Azariyahu; uw'ab'igice kimwe cy'umuryango wa Manase ni Yoweli mwene Pedayahu;

21uw'ab'ikindi gice cy'umuryango wa Manase bo muri Gilihadi ni Ido mwene Zekariyahu; uw'abo kwa Benyamini ni Yasiyeli mwene Abuneri;

22uw'abo kwa Dani ni Azareli mwene Yerohamu. Abo ni bo bari abatware b'imiryango y'Abayisraheli.

23Dawudi ntiyabaruye abatararenza imyaka makumyabiri y'ubuvuke, kuko Uhoraho yari yaravuze ko azagwiza Abayisraheli akabanganya n'inyenyeri zo mu kirere.

24Yowabu mwene Seruya yari yatangiye kubabarura ariko ntiyarangiza, kuko uburakari bw'Uhoraho bwari bwageze ku Bayisraheli; nuko umubare wabo ntiwandikwa mu gitabo cy'Amateka y'umwami Dawudi.

## Ubutegetsi busanzwe bw'igihugu

25Azimaweti mwene Adiyeli yari ashinzwe umutungo w'umwami. Yehonatani mwene Uziyahu ni we wacungaga ibibitswe mu mirima, mu migi, mu byaro no mu minara.

26Eziri mwene Kelubi yari ashinzwe abahinzi bo mu mirima.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

27Shimeyi w'i Rama yari ashinzwe imizabibu. Zabudi w'i Shefamu yategekaga abengaga divayi mu mizabibu bakanayishyingura.

28Behalihanani w'i Gederi yari ashinzwe ibiti by'imizeti n'iby'imitini byari mu kibaya. Yowashi yari ashinzwe ububiko bw'amavuta.

29Shiturayi w'i Saroni yari ashinzwe amatungo maremare yarishaga mu mibande.

30Obili wo muri bene Ismaheli yari ashinzwe ingamiya. Yedeyahu w'i Meranoti yari ashinzwe indogobe z'ingore.

31Yazizi muri bene Haguri yari ashinzwe amatungo magufi. Abo bose bacungaga ibintu by'umwami Dawudi.

32Yehonatani, se wabo wa Dawudi, yari umujyanama, akaba n'umwanditsi uciye akenge. Yehiyeli mwene Hakumoni yitaga ku bana b'umwami.

33Ahitofeli yari umujyanama w'umwami, naho Hushayi w'Umwaruki yari incuti y'umwami.

34Ahitofeli yazunguwe na Yehoyada, mwene Benayahu, na Abiyatari. Umugaba w'ingabo zose z'umwami yari Yowabu.

## Icya mbere cy'Amateka 28

### Dawudi yerekana Salomoni ho umuzungura we

1Umwami Dawudi akoranyiriza i Yeruzalemu abatware b'Abayisraheli bose, ab'imiryango n'ab'imitwe y'ingabo zakoreraga umwami, hamwe n'abategekaga igihumbi n'abategekaga ijana, n'abashinzwe ibintu byose n'amatungo yose by'umwami n'iby'abahungu be, akoranya n'abakone, ingabo ze z'imena, n'izindi ntwari zose.

2Umwami Dawudi arahaguruka maze arababwira ati «Nimunyumve, bavandimwe kandi muryango wanjye. Nari mfite ku mutima igitekerezo cyo kubaka Ingoro y'Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho, bwo ntebe y'ibirenge by'Imana yacu, ndetse nteganya ibya ngombwa.

3Ariko Imana yarambwiye iti 'Ntuzubaka Ingoro ikwiye izina ryanjye kuko uri umurwanyi kandi ukaba waravushije amaraso.'

4Uhoraho, Imana ya Israheli, yantoranyije mu muryango wanjye wose ngo mbe umwami w'Abayisraheli ubuziraherezo. Koko yatoye Yuda ho umutware kandi mu muryango wa Yuda atoranyamo inzu ya data, no mu bana ba data, aba ari jye yishimira kugira umwami w'Abayisraheli.

5Mu bahungu banjye bose, — kuko Uhoraho yampaye abahungu benshi — yatoranyije umuhungu wanjye Salomoni ngo yicare ku ntebe y'ubwami muri Israheli.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6Hanyuma arambwira ati 'Umuhungu wawe Salomoni ni we uzubaka Ingoro yanjye n'ingo zanjye, kuko namutoranyije ngo ambere umwana nanjye mubere umubyeyi.

7Nzakomeza ubwami bwe ubuziraherezo ariko niba na we akomeje gukurikiza amategeko yanjye n'amateka yanjye nk'uko ubu abigenza.'

8None rero, imbere y'Abayisraheli bose baduhanze amaso, imbere y'ikoraniro ryose ry'Uhoraho, n'imbere y'Imana yacu iduteze amatwi, ndabihanangirije: nimwubahirize amategeko yose y'Uhoraho Imana yacu, muyazirikane, kugira ngo mutunge iki gihugu cyiza kandi muzakirage abana banyu, bazagitunge ubuziraherezo.

9Nawe, mwana wanjye Salomoni, menya Imana ya so, uyikorere n'umutima utaryarya kandi utunganye kuko Uhoraho agenzura imitima yose, akamenya ibitekerezo biyirimo. Numushakashaka azakwiyereka, ariko numwirengagizaazakujugunya bidasubirwaho.

10Ubu ngubu bimenye: Uhoraho yaragutoranyije kugira ngo umwubakire Ingoro, komera maze ukore!»

**Dawudi yereka Salomoni uko Ingoro izubakwa**

11Dawudi asobanurira umuhungu we Salomoni uburyo azubaka urwinjiriro rw'Ingoro, amazu yayo, ububiko bwayo, ibyumba byayo byo hejuru, ibyumba byayo by'imbere n'icyumba cy'urwicurizo.

12Anamwereka igishushanyo cy'ibikari by'Ingoro y'Imana, n'icy'amazu yose azayikikiza, n'icy'amazu bazabikamo umutungo w'Ingoro y'Imana n'ibintu byose byayeguriwe.

13Amusobanurira kandi ibyerekeye imitwe y'abaherezabitambo n'iy'abalevi, n'ibyerekeye ibizakorerwa mu Ngoro y'Uhoraho.

14Amubwira n'uburemere bwa zahabu na feza bizagenerwa buri gikoresho cyo mu Ngoro.

15Amusobanurira uburemere bwa zahabu n'ubwa feza bizagenerwa ibitereko n'amatara bya zahabu n'ibya feza,

16n'uburemere bwa zahabu na feza bizagenerwa ameza y'umumuriko,

17n'uburemere bwa zahabu na feza bizagenerwa amakanya, ibikombe, amabesani ya zahabu n'aya feza, amasahani ya zahabu n'aya feza,

18n'uburemere bwa zahabu iyunguruye izagenerwa urutambiro rw'imibavu. Hanyuma amuha n'igishushanyo cy'Igare, n'icy'abakerubimu ba zahabu bazaramburira amababa yabo hejuru y'Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho.

19Nuko Dawudi abwira Salomoni, ati «Ibyo byose biri mu nyandiko Uhoraho


© 2012, Bible Society of Rwanda.

yangejejeho, ansobanurira uburyo iyo mirimo yose izakorwa.»

20Nuko Dawudi yongera kubwira umuhungu we Salomoni, ati «Komera, ube intwari, maze ukore! Ntugire ubwoba kandi ntukuke umutima, kuko Uhoraho Imana yanjye ari kumwe nawe. Ntazagusiga kandi ntazagutererana kugeza igihe uzarangiriza ibikorwa byose byo ku Ngoro y'Uhoraho.

21Dore imitwe y'abaherezabitambo n'iy'abalevi bashinzwe umurimo w'Ingoro, kandi muri ibyo bikorwa byose uzaba uri kumwe n'abantu b'abanyamwete kandi b'abahanga muri buri murimo, ndetse abatware na rubanda rwose bazumvira amategeko yawe.»

## Icya mbere cy'Amateka 29

### Amaturo yo kubaka Ingoro y'Uhoraho

1Umwami Dawudi abwira ikoraniro ryose, ati «Umuhungu wanjye Salomoni, uwo Imana yatoranyije wenyine, aracyari muto kandi nta mbaraga afite, kandi umurimo urakomeye kuko iyi Ngoro atari iy'umuntu ahubwo ari iy'Uhoraho Imana.

2Nakoresheje imbaraga zanjye zose, ntegurira Ingoro y'Uhoraho Imana yanjye zahabu ku bizakoreshwa zahabu, feza ku bizakoreshwa feza, imiringa ku bizakoreshwa imiringa, ibyuma ku bizakoreshwa ibyuma, ibiti ku bizakoreshwa ibiti, amabuye abengerana n'amabuye y'imitako, amabuye yirabura n'ay'amabara, n'andi mabuye y'agaciro y'amoko yose, n'amabuye yera atabarika.

3Byongeye kandi, kubera ko nishimiye Ingoro y'Uhoraho Imana yanjye, zahabu na feza byo mu mutungo wanjye bwite byose mbihaye Ingoro y'Imana yanjye, mbyongeye ku byo nateguriye iyi Ngoro Ntagatifu,

4ari byo amatalenta ibihumbi bitatu ya zahabu, zahabu yavuye i Ofiri; amatalenta ibihumbi birindwi ya feza yatunganyijwe kugira ngo izaterwe ku nkuta z'amazu;

5iyo zahabu igenewe ibikwiye gukorwa muri zahabu, n'iyo feza igenewe ibikwiye kuyikorwamo, nk'uko abanyabukorikori bazabitunganya. Ubu rero, ni nde wundi wumva uyu munsi ashaka kugira icyo atura Uhoraho akivanye mu mutungo we?»

6Nuko abatware b'amazu, abo mu miryango y'Abayisraheli, ab'igihumbi n'ab'ijana, n'abari bashinzwe imirimo y'umwami, batanga amaturo ku bushake bwabo,

7kugira ngo azakoreshwe imirimo y'Ingoro y'Imana. Batanze zahabu ihwanye n'amatalenta ibihumbi bitanu, n'amadariki ibihumbi cumi, na feza ihwanye n'amatalenta ibihumbi cumi, n'imiringa ihwanye n'amatalenta ibihumbi cumi n'umunani, n'ibyuma bihwanye n'amatalenta ibihumbi ijana.

8Abari bafite amabuye y'agaciro bayashyikiriza Yahiyeli w'Umugerishoni kugira ngo ayashyire mu mutungo w'Ingoro y'Imana.

9Nuko abantu bishimira amaturo yabo batanze babyishakiye, kuko bari bayaturanye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

umutima ukeye Uhoraho; n'umwami Dawudi arabyishimira cyane.

### Isengesho rya Dawudi

10Dawudi asingiriza Uhoraho imbere y'ikoraniro ryose, agira ati «Uragahora usingizwa, Uhoraho, Mana ya Israheli, umubyeyi wacu, ubu n'iteka ryose!

11Ubuhangare, ububasha, igitinyiro, icyubahiro n'ikuzo ni ibyawe, Nyagasani, kuko ibiri mu ijuru no ku isi byose ari wowe bikesha kubaho. Uhoraho, ni wowe Mwami usumba byose!

12Icyitwa ubukungu n'ikuzo cyose ni wowe biturukaho, kuko ari wowe ugenga byose. Mu kiganza cyawe harimo ububasha n'imbaraga; ukuboko kwawe gufite ubushobozi bwo gukomeza no gucogoza byose.

13None rero, Uhoraho, turagushimira kandi turagusingiriza izina ryawe rihebuje!

14Naho jyewe, ndi nde, n'umuryango wawe ni iki, byatuma twagutura amaturo nk'aya, tubyishakiye? Byose bituruka kuri wowe, kandi n'ibyo tuguhaye bivuye mu kiganza cyawe.

15Kuko, kimwe na ba sogokuruza bose, turi abasuhuke n'abashyitsi imbere yawe; iminsi tumara ku isi ni nk'igicucu gihita, kandi nta cyizere.

16Uhoraho, Mana yacu, ibi bintu byose by'agaciro twateguye ngo tuzubakire inzu izina ryawe ritagatifu, ni wowe tubikesha, kuko byose ari ibyawe.

17Uhoraho Mana yacu, nzi ko usuzuma imitima kandi ugashimishwa n'ubutabera n'ubutungane. Nanjye ubwanjye ngutuye ibi byose, mbigiranye umutima utunganye; kandi n'umuryango wawe uri hano, nshimishijwe no kuwubona uguhereza amaturo yawo ubikuye ku mutima.

18Uhoraho, Mana y'abasogokuruza bacu, Abrahamu, Izaki, na Israheli, komeza iteka ryose ibitekerezo by'imitima y'umuryango wawe kandi imitima yawo uhore uyiyerekezaho.

19Ha umuhungu wanjye Salomoni umutima utunganye wo kubahiriza amategeko yawe, amabwiriza yawe n'amateka yawe, kugira ngo ajye ayubahiriza, maze abone kukubakira iyo Ngoro nateguye.»

### Salomoni yimikwa; Dawudi atanga

20Hanyuma Dawudi abwira ikoraniro ryose, ati «Nimuhimbaze Uhoraho Imana yanyu!» Nuko ikoraniro ryose rihimbaza Uhoraho, Imana y'abasekuruza babo. Baca bugufi, baramya Uhoraho n'umwami.

21Bukeye bw'uwo munsi, batura Uhoraho amaturo n'ibitambo bitwikwa: byari amapfizi y'inka igihumbi, amasekurume y'intama igihumbi, abana b'intama igihumbi, hamwe n'ibitambo byayo biseswa, hatabariwemo n'andi maturo menshi cyane y'Abayisraheli bose.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22Uwo munsi bararya kandi banywera imbere y'Uhoraho mu byishimo byinshi, kandi bimika ubwa kabiri umwami Salomoni mwene Dawudi. Basiga Salomoni amavuta ngo abe umutware w'Uhoraho, na Sadoki bamusigira kuba umuherezabitambo.

23Salomoni yicara ku ntebe y'ubwami bw'Uhoraho, aba umwami mu kigwi cya se Dawudi; nuko amererwa neza, Abayisraheli bose baramwumvira.

24Abatware bose, abagabo bose b'intwari, ndetse n'abana bose b'umwami Dawudi, bayoboka umwami Salomoni.

25Uhoraho akuza cyane Salomoni imbere y'Abayisraheli bose, kandi amuha igitinyiro gisumbye icy'abandi bami ba Israheli bamubanjirije.

26Dawudi mwene Yese yategetse Abayisraheli bose.

27Ingoma ye muri Israheli yamaze imyaka mirongo ine; i Heburoni yahategekeye imyaka irindwi, naho i Yeruzalemu ahategekera imyaka mirongo itatu n'itatu.

28Yatanze yisaziye neza, yaribereyeho mu mudendezo n'icyubahiro; maze umuhungu we Salomoni amuzungura ku ngoma.

29Ibigwi by'umwami Dawudi, kuva ku byabanje kugera ku byaherutse, byanditswe mu Mateka ya Samweli umushishozi, no mu Mateka y'umuhanuzi Natani, no mu ya Gadi umushishozi.

30Ndetse n'ubutegetsi bwe bwose, n'ububasha bwe, n'ibyamubayeho byose, kimwe n'ibyabaye kuri Israheli no ku bami b'ibindi bihugu byose, na byo ni ho byanditswe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Icya kabiri cy'Amateka 1

# INKURU YA SALOMONI, UMWAMIW'ABAYISRAHELI

1Salomoni mwene Dawudi akomera mu bwami bwe; Uhoraho Imana ye aba kumwe
na we kandi aramukuza cyane.

### Salomoni asaba Uhoraho ubwitonzi mu butegetsi bwe

(1 Bami 3,4–15)

2Salomoni atumira Abayisraheli bose, abategetsi b'igihumbi n'ab'ijana, abacamanza
n'abatware bose muri Israheli, hamwe n'abakuru b'amazu.

3Salomoni ashagawe n'iryo koraniro ryose bajyana ahirengeye i Gibewoni kuko ari
ho hari Ihema ry'ibonaniro ry'Imana, rya rindi Musa umugaragu w'Uhoraho yari
yarashinze mu butayu.

4Naho Ubushyinguro bw'Imana, Dawudi yari yarabuzamuye, abuvana i Kiriyati-
Yeyarimu, abujyana ahantu yari yarabuteguriye, kuko yari yarabushingiye ihema i
Yeruzalemu.

5Ariko urutambiro rw'umuringa rwari rwarakozwe na Basaleheli mwene Uri,
mwene Huri, rwo rwabaga aho i Gibewoni imbere y'inzu y'Uhoraho, kandi ni ho
Salomoni n'ikoraniro bambarizaga.

6Salomoni yegera urutambiro rw'umuringa, hafi y'Ihema ry'ibonaniro maze
ahaturira ibitambo bitwikwa igihumbi.

7Muri iryo joro, Imana ibonekera Salomoni maze iramubwira iti «Saba! Urumva
naguha iki?»

8Salomoni asubiza Imana, ati «Wagaragarije data Dawudi ubudahemuka bukomeye
maze uranyimika ndamuzungura.

9None, Uhoraho Mana, ijambo ryawe wabwiye data Dawudi nirikomezwe, kuko ari
wowe wanyimikiye gutegeka abantu benshi bangana n'umukungugu wo ku isi.

10Ubu rero, mpa ubwitonzi n'ubuhanga kugira ngo menye uko nakwifata imbere
y'uyu muryango. Ni nde koko wabasha gutegeka umuryango wawe ungana utya?»

11Nuko Imana ibwira Salomoni, iti «Ubwo ari icyo umutima wawe wifuza, ukaba
utisabiye ubukungu, ubutunzi cyangwa ikuzo, kandi ntunasabe ko abanzi bawe
bapfa, ndetse ntusabe kuramba, ahubwo ukaba wisabiye ubuhanga no
gusobanukirwa ngo utegeke umuryango wanjye nakwimikiye gutegeka,

12ubwitonzi n'ubuhanga urabihawe, kandi nguhaye n'ubukungu, ubutunzi n'ikuzo,
bitigeze bihabwa abami bakubanjirije, kandi bitazabaho ukundi nyuma yawe.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Salomoni ava ahirengeye h'i Gibewoni imbere y'Ihema ry'ibonaniro, agaruka i Yeruzalemu. Nuko ategeka Israheli.

### Ububasha n'ubukungu bya Salomoni

(1 Bami 10,26–29)

14Salomoni akoranya amagare n'abagendera ku mafarasi. Yari afite amagare igihumbi na magana ane, n'amafarasi ibihumbi cumi na bibiri, abishyira mu migi icyurwamo amagare no hafi y'umwami, i Yeruzalemu.

15Umwami atuma i Yeruzalemu hagwira feza na zahabu zinganya ubwinshi n'amabuye, n'ibiti by'amasederi bingana ubwinshi n'imivumu yo mu bibaya.

16Amafarasi ya Salomoni yaturukaga i Musuri n'i Kuwe, bayaguze ku giciro cya feza.

17N'amagare bayavanaga i Musuri; rimwe bariguze amasikeli magana atandatu, naho ifarasi imwe bakayitangaho amasikeli ijana na mirongo itatu. Abacuruzi b'umwami baguraga n'andi magare n'amafarasi kuri icyo giciro, maze abami b'Abaheti n'Abaramu bakayabagururira babungukiye.

### Salomoni ategura iyubakwa ry'Ingoro y'Uhoraho

18Salomoni ategeka ko izina ry'Uhoraho baryubakira Ingoro, kandi na we bakamwubakira ingoro ya cyami.

## Icya kabiri cy'Amateka 2

1Salomoni ashyiraho abikorezi ibihumbi mirongo irindwi, abacukura amabuye mu misozi ibihumbi mirongo inani, n'abagenzura imirimo ibihumbi bitatu na magana atandatu.

2Salomoni atuma kuri Hiramu, umwami w'i Tiri, ati «Wafatanyije na data Dawudi umwoherereza ibiti by'amasederi byo kwiyubakira inzu yo guturamo.

3None dore nanjye ndashaka kubakira Ingoro izina ry'Uhoraho Imana yanjye, kugira ngo nyimwegurire no kugira ngo nosereze imbere ye imibavu ihumura, mpaturire imigati y'umumuriko n'ibitambo bitwikwa mu gitondo na nimugoroba, ku masabato, ku mboneko z'ukwezi, no ku minsi mikuru y'Uhoraho Imana yacu, maze ibyo bizahoreho iteka muri Israheli.

4Kandi Ingoro nshaka kubaka izaba nini, kuko Imana yacu isumba izindi mana zose.

5Ni nde ariko wagira ubushobozi bwo kuyubakira Ingoro kandi n'ijuru ari ijuru ubwaryo itarikwirwamo? Mbese jye ndi nde kugira ngo mbe nakubakira Ingoro Imana yacu, uretse kugira ngo umwotsi w'ibitambo ujye uzamuka uyigana?

6None rero, ubu ngubu nyoherereza umuntu w'umuhanga uzi gucura zahabu, feza, imiringa, ibyuma, akamenya kuboha imyenda y'umuhemba n'iy'ibihogo, iy'umutuku n'iy'isine, kandi akaba azi kubaza amashusho; azafatanya n'abahanga turi kumwe muri Yuda n'i Yeruzalemu kandi batoranyijwe na data Dawudi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7Nyohereza kandi ibiti by'amasederi by'i Libani, iby'imyerezi, n'iby'imizonobari, kuko nzi ko abagaragu bawe bazi gutema ibiti by'i Libani. Abagaragu banjye bazafatanya n'abawe,

8maze bantegurire ibiti byinshi, kuko Ingoro y'Uhoraho nshaka kubaka igomba kuba nini kandi ikazahebuza ubwiza.

9Dore kandi abagaragu bawe bazatsinda ibiti, mbahaye ibigega ibihumbi makumyabiri by'ingano, ibigega ibihumbi makumyabiri bya za bushoki, intango ibihumbi makumyabiri za divayi n'intango ibihumbi makumyabiri z'amavuta.»

10Hiramu, umwami w'i Tiri, asubirisha inyandiko umwami, agira ati «Kubera ko Uhoraho yakunze umuryango we byatumye akwimika kugira ngo uwutegeke.»

11Hiramu yungamo ati «Nihasingizwe Uhoraho, Imana ya Israheli, yaremye ijuru n'isi, we wahaye umwami Dawudi umwana w'umuhanga, witonda kandi w'umunyabwenge, umwana uzubakira Uhoraho Ingoro, na we akiyubakira n'inzu ya cyami!

12Ubu ngubu rero nkohereje Huramabi, umuhanga w'umunyabwenge,

13umwana wabyawe n'umugore ukomoka mu muryango wa Dani, naho se akaba Umunyatiri. Uwo mugabo azi gucura zahabu, feza, imiringa, ibyuma, akamenya no kubaza amabuye, n'ibiti, ndetse akanaboha n'imyenda y'umuhemba n'iy'ibihogo, iy'isine, iy'ihariri, n'itukura; byongeye kandi azi no kubaza amashusho. Azatunganya rero umushinga wose azahabwa, maze azafatanye n'abahanga bawe, n'aba databuja, so Dawudi.

14Ingano na za bushoki, amavuta na divayi byavuzwe na databuja, nahite abyoherereza abagaragu be.

15Twebwe tuzatema ibiti by'i Libani uzaba ukeneye byose, tubikugereze i Yope, tubinyujije mu nyanja bihambiranyije; naho wowe uzabizamure i Yeruzalemu.»

16Salomoni abara abanyamahanga bose bari mu gihugu cya Israheli, ahereye ku mubare se Dawudi yari yamugejejeho, nuko haboneka abantu ibihumbi ijana na mirongo itanu na bitatu na magana atandatu.

17Abakuramo abikorezi ibihumbi mirongo irindwi, abacukura amabuye mu misozi ibihumbi makumyabiri, n'abazabakoresha ibihumbi bitatu na magana atandatu.

## Icya kabiri cy'Amateka 3

### Iyubakwa ry'Ingoro y'Uhoraho

(1 Bami 6,1–38)

1Salomoni atangira kubaka Ingoro y'Uhoraho aho yari yarayiteguriye i Yeruzalemu ku musozi wa Moriya, ari na ho Uhoraho yari yarabonekeye se Dawudi, ku mbuga ya Orunani w'Umuyebuzi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2 Yatangiye kuyubaka mu kwezi kwa kabiri ko mu mwaka wa kane w'ingoma ye.

3 Dore ibipimo by'iyo Ngoro y'Imana, uko Salomoni yari yabigennye: yari ifite uburebure bw'imikono mirongo itandatu nk'uko bapimaga kera, ikagira n'ubugari bw'imikono makumyabiri.

4 Urwinjiriro rw'imbere rwari rufite uburebure bw'imikono makumyabiri bureshya n'ubugari bw'Ingoro, kandi n'ubuhagarike bwarwo bukagira imikono ijana na makumyabiri. Arusigaho imbere zahabu iyunguruye.

5 Icyumba kinini acyomekaho imbaho z'imizonobari zisizeho zahabu iyunguruye, kandi ashushanyaho imikindo n'imitako y'udukufi.

6 Icyo cyumba agitakisha amabuye y'agaciro, na zahabu yavuye i Paruwayimu.

7 Icyumba cyose Salomoni agisiga zahabu: ayisiga ku maburiti, ku miryango, ku nkuta, ku nzugi, kandi ashushanya abakerubimu ku nkuta.

8 Hanyuma yubaka icyumba gitagatifu rwose: uburebure bwacyo bwareshyaga n'ubugari bw'Ingoro, bufite imikono makumyabiri, n'ubugari bwacyo bukagira imikono makumyabiri. Agisiga zahabu iyunguruye y'amatalenta magana atandatu.

9 Imisumari yakoreshejwe yapimaga amasikeli ya zahabu ijana na mirongo itanu. Asiga zahabu n'amazu yo hejuru.

10 Imbere mu cyumba gitagatifu rwose ashyiramo abakerubimu babiri babajwe mu giti, kandi abasiga zahabu.

11 Amababa y'abakerubimu yose hamwe yari afite uburebure bw'imikono makumyabiri; ibaba rimwe ry'uwa mbere ryari rifite uburebure bw'imikono itanu, kandi rigakora ku rukuta rw'ingoro, naho irindi baba na ryo ryari rifite uburebure bw'imikono itanu, kandi rigakora ku ibaba rimwe ry'umukerubimu wa kabiri.

12 Ibaba rimwe ry'uwo mukerubimu wa kabiri ryari rifite imikono itanu kandi rikora ku rundi rukuta rw'Ingoro, naho irindi baba na ryo rikagira imikono itanu kandi rigakora ku ibaba ry'umukerubimu wa mbere.

13 Amababa y'abo bakerubimu yari aramburiye ku mikono makumyabiri, naho bo bari bahagaze ahateganye n'icyumba gitagatifu.

14 Umwenda ukingiriza icyumba gitagatifu rwose, Salomoni awudodesha mu bitambaro by'isine, umuhemba, umutuku na hariri; nuko awutakaho abakerubimu.

### Ibikoresho byo mu Ngoro y'Imana bikozwe mu byuma

(1 Bami 7,15–51)

15 Salomoni ashinga inkingi ebyiri imbere y'Ingoro: ubuhagarike bwazo bwari ubw'imikono mirongo itatu n'itanu, kandi hejuru yazo hari imitwe ifite imikono itanu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16Akora n'imitako y'udukufi maze ayishyira hejuru y'inkingi. Acura imbuto zitukura
ijana, azishyira ku mitako y'udukufi.

17Ashinga izo nkingi imbere y'Ingoro, imwe iburyo, indi ibumoso; iy'iburyo ayita
«Yakini», naho iy'ibumoso ayita «Bowazi».

## Icya kabiri cy'Amateka 4

1Salomoni yubakisha urutambiro rw'umuringa rufite uburebure bw'imikono
makumyabiri, ubugari bw'imikono makumyabiri n'ubuhagarike bw'imikono cumi.

2Abumba ikizenga cy'amazi mu miringa iyagijwe; ubugari bwacyo kuva ku rugara
rumwe kugeza ku rundi bwari ubw'imikono cumi, kandi cyari gikoze nk'uruziga.
Cyari gifite ubuhagarike bw'imikono itanu kandi umuzenguruko wacyo wapimwa
n'umugozi w'imikono mirongo itatu.

3Mu nsi y'urugara rw'icyo kizenga hari hazengurutswe n'ibishushanyo by'impfizi
bikurikiranye ku mikono mirongo itatu; byari bikikije rwose ikizenga. Ibyo
bishushanyo byari ku mirongo ibiri igerekeranye kandi byari byakoranywe n'icyo
kizenga.

4Cyari giteretse ku mashusho y'ibimasa cumi n'abiri: bitatu byarebaga mu
majyaruguru, bitatu mu burengerazuba, bitatu mu majyepfo, na bitatu mu
burasirazuba. Ikizenga cyari giteretswe hejuru y'ibimasa kandi byari biteranye
imigongo.

5Umubyimba wacyo wanganaga n'intambwe imwe y'intoki, kandi urugara rwacyo
rwari rubumbwe nk'urugara rw'ururabyo rwa lisi. Icyo kizenga cyashoboraga
gusukwamo intango ibihumbi bitatu.

6Salomoni acurisha imivure cumi; itanu ayishyira ibumoso, indi itanu ayishyira
iburyo, kugira ngo bajye bayogerezamo: bogerezagamo ibikoresho bigenewe
ibitambo bitwikwa, naho abaherezabitambo biyuhagiriraga mu kizenga cy'amazi
cy'imiringa.

7Abumba muri zahabu ibitereko cumi by'amatara nk'uko yari yabitegetswe, maze
abishyira mu cyumba gitagatifu, bitanu iburyo, bindi bitanu ibumoso.

8Abaza ameza cumi ayashyira mu cyumba gitagatifu, atanu iburyo, yandi atanu
ibumoso. Abumba n'ibikombe ijana muri zahabu.

9Yubaka urugo rw'abaherezabitambo, n'ikibuga kinini kandi inzugi zaho azisigaho
umuringa.

10Naho ikizenga cy'amazi agitereka mu ruhande rw'iburyo, ahagana mu majyepfo
y'iburasirazuba.

11Huramu acura amabesani, ibitiyo n'inzuho. Arangiza atyo imirimo yose yagombaga

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

gukorerera umwami Salomoni mu Ngoro y'Imana;

12ari yo iyi: inkingi ebyiri, imitako y'imitwe ibiri yari hejuru y'inkingi, ibisa n'inshundura bibiri byo gutwikira iyo mitwe yari hejuru y'inkingi,

13imbuto zitukura magana ane zo ku bisa n'inshundura, imirongo ibiri y'imbuto zitukura zo ku bisa n'inshundura bitwikiriye imitwe yari hejuru y'inkingi,

14ibitereko cumi, imivure cumi yari ku bitereko,

15ikizenga cy'amazi — cyari kimwe gusa — giteretse ku bimasa cumi na bibiri,

16amabesani, ibitiyo, inzuho hamwe n'ibindi byose bigendana na byo. Ibyo byose Huramabi yabikoze mu muringa usennye, abikorera umwami Salomoni ngo bishyirwe mu Ngoro y'Uhoraho.

17Umwami yabikoreshereje mu karere ka Yorudani hagati ya Sukoti na Sereda.

18Salomoni yabikoresheje ari byinshi cyane, ku buryo batashoboraga kumenya uburemere bw'imiringa yabigiyeho.

19Salomoni akoresha n'ibintu byose bigenewe Ingoro y'Imana, ari byo: urutambiro rwa zahabu, ameza ya zahabu yari agenewe gushyirwaho imigati y'umumuriko,

20ibitereko n'amatara yabyo yo gucana imbere y'icyumba gitagatifu nk'uko byari bitegetswe, bikozwe muri zahabu iyunguruye;

21uburabyo, amatara, udufatisho, bikozwe muri zahabu iyunguruye;

22ibyuma, inzuho, indosho, ibyotesho, bikozwe muri zahabu iyunguruye; irembo ry'Ingoro, inzugi z'imbere zireba icyumba gitagatifu rwose n'inzugi z'Ingoro zireba icyumba kinini, na byo bikozwe muri zahabu.

## Icya kabiri cy'Amateka 5

1Imirimo yose Salomoni yakoreshereje Ingoro y'Uhoraho irangiye neza, Salomoni atumiza ibintu byose se Dawudi yari yareguriye Imana, ari byo imari, zahabu n'ibikoresho by'amoko yose, nuko abishyira mu mutungo w'Ingoro y'Imana.

### Ubushyinguro bw'Isezerano bushyirwa mu Ngoro

(1 Bami 8,1–9).

2Nuko Salomoni akoranyiriza i Yeruzalemu abakuru ba Israheli, abatware bose b'imiryango n'ibikomangoma byose byo mu mazu y'Abayisraheli, kugira ngo bazamure Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho, babuvane mu Murwa wa Dawudi, ari wo Siyoni.

3Abantu bose ba Israheli bateranira aho umwami ari mu munsi mukuru; ubwo hari mu kwezi kwa karindwi.

4Abakuru bose ba Israheli, bamaze kuhagera, abalevi baheka Ubushyinguro.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Bazamura Ubushyinguro, Ihema ry'ibonaniro n'ibindi bintu byose byeguriwe Imana byari biririmo. Abaherezabitambo n'abalevi ni bo babizamuraga.

6Umwami Salomoni n'ikoraniro ryose rya Israheli rimukikije imbere y'Ubushyinguro, batura ibitambo by'amatungo magufi n'amaremare adashobora kubarwa no kurondorwa kubera ubwinshi bwayo.

7Abaherezabitambo bajyana Ubushyinguro bw'Isezerano ry'Uhoraho mu mwanya bwagenewe mu cyumba gitagatifu rwose cy'Ingoro, ari na ho hantu heguriwe Imana, nuko babutereka mu nsi y'amababa y'abakerubimu.

8Abakerubimu bari baramburiye amababa yabo hejuru y'Ubushyinguro bagatwikira Ubushyinguro n'imijishi yabwo.

9Bitewe n'uburebure bw'iyo mijishi, imitwe yayo yagaragariraga mu cyumba gitagatifu, ariko uri inyuma ntayibone, kandi na n'ubu ni ko bikimeze.

10Nta kintu na kimwe cyari mu Bushyinguro uretse ibisate bibiri by'amabuye Musa yashyizemo ari i Horebu, igihe Uhoraho yagiranaga Isezerano n'Abayisraheli bava mu Misiri.

11Hanyuma abaherezabitambo barasohoka, bava mu cyumba gitagatifu. Koko kandi bose bari bacyinjiyemo, bamaze kwisukura, batirobanuye mu mitwe yabo.

12Abalevi b'abaririmbyi uko bangana, Asafu, Hemani, Yedutuni, kimwe n'abahungu babo n'abavandimwe babo, bari bahagaze ahagana iburasirazuba bw'urutambiro, bambaye imyenda y'ihariri, bafite ibyuma birangira n'inanga. Bari hamwe n'abaherezabitambo ijana na makumyabiri bavuzaga amakondera.

13Abavuzaga amakondera n'abaririmbyi, bose hamwe bahuzaga amajwi basingiza kandi bahimbaza Uhoraho. Bakarangurura amajwi y'amakondera, y'ibyuma birangira n'ibicurangwa basingiza Uhoraho, «kuko ari umugwaneza, kandi ubudahemuka bwe bugahoraho iteka!» Ni bwo igihu cyuzuye Ingoro y'Uhoraho,

14maze abaherezabitambo ntibaba bagishoboye guhagarara mu Ngoro kugira ngo batunganye umurimo wabo bitewe n'icyo gihu, kuko Ingoro y'Imana yari yuzuwemo n'ikuzo ry'Uhoraho.

## Icya kabiri cy'Amateka 6

1Nuko Salomoni aravuga, ati «Uhoraho, wiyemeje gutura mu gihu kibuditse!

2Dore nakubakiye inzu ihebuje, aho uzatura iteka ryose.»

### Ijambo ryo kwegurira Ingoro Nyagasani

(1 Bami 8,14–21)

3Umwami ahindukirira ikoraniro ryose rya Israheli ryari rihagaze, arisabira umugisha.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[4]Nuko aravuga, ati «Nihasingizwe Uhoraho, Imana ya Israheli, we wabwirishije umunwa we data Dawudi kandi agasoza n'ikiganza cye ibyo yasezeranye, avuga ati

[5]'Kuva umunsi navaniye umuryango wanjye mu Misiri, nta wundi mugi nahisemo mu miryango yose ya Israheli kugira ngo nubakemo Ingoro ikwiriye izina ryanjye, kandi nta muntu n'umwe nahisemo kugira ngo abe igikomangoma muri Israheli, umuryango wanjye;

[6]ariko nahisemo Yeruzalemu kugira ngo izina ryanjye riyibemo kandi nahisemo Dawudi kugira ngo abe umutware w'umuryango wanjye Israheli.'

[7]Data Dawudi yahoze azirikana kubaka Ingoro ikwiye izina ry'Uhoraho, Imana ya Israheli.

[8]Ariko Uhoraho yabwiye data Dawudi, ati 'Wahoze uzirikana kubakira izina ryanjye Ingoro, kandi wagize neza.

[9]Nyamara si wowe uzubaka iyo Ngoro, ahubwo ni umuhungu wawe uzaba wibyariye; ni we uzubakira Ingoro izina ryanjye.'

[10]Uhoraho yujuje ijambo yivugiye: nazunguye data Dawudi, nicara ku ntebe y'ubwami bwa Israheli nk'uko Uhoraho yari yarabivuze, nubaka Ingoro ikwiye izina ry'Uhoraho, Imana ya Israheli,

[11]kandi ni yo nateretsemo Ubushyinguro burimo Isezerano ry'Uhoraho yagiranye n'Abayisraheli, igihe yabakuraga mu gihugu cya Misiri.»

## Isengesho rya Salomoni

(1 Bami 8,22–53)

[12]Salomoni ahagarara imbere y'urutambiro rw'Uhoraho, mu ruhame rw'ikoraniro ryose ry'Abayisraheli, nuko arambura amaboko.

[13]Koko kandi Salomoni yari yarategetse ko hagati mu gikari bahamwubakira ahantu hirengeye bakoresheje umuringa, hakagira imikono itanu y'uburebure, itanu y'ubugari, n'itatu y'ubuhagarike. Arahazamukira, hanyuma apfukama imbere y'ikoraniro ryose ry'Abayisraheli, arambura amaboko ayerekeje mu ijuru,

[14]maze aravuga ati «Uhoraho, Mana ya Israheli, nta Mana yindi iriho, ari mu ijuru, ari no ku isi, ihwanye nawe, wowe ukomereza Isezerano n'impuhwe abagaragu bawe, iyo bakugenda imbere n'umutima wabo wose.

[15]Wubahirije ibyo wasezeraniye umugaragu wawe data Dawudi: ibyo wavugishije umunwa wawe wabyuzurishije ikiganza cyawe, nk'uko biboneka uyu munsi.

[16]None ubu ngubu, Uhoraho Mana ya Israheli, komereza data ijambo wamubwiye, ugira uti 'Ntihazabura na rimwe umwe mu bana bawe uzicara imbere yanjye ku ntebe y'ubwami bwa Israheli, niba abana bawe babaye indahemuka mu mico, bagakurikiza amategeko yanjye, nk'uko wowe wabigenjeje.'

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17None ubu ngubu, Uhoraho Mana ya Israheli, ijambo wabwiye umugaragu wawe Dawudi nirihame!

18Ariko se koko, Imana ishobora guturana n'abantu ku isi? Ijuru ubwaryo ndetse n'ishema ryaryo ntushobora kurikwirwamo, nkanswe iyi Ngoro nubatse!

19Uhoraho, Mana ya Israheli, wite ku mugaragu wawe ugusenga agutakambira! Wumve induru n'isengesho umugaragu wawe akugezaho uyu munsi!

20Amaso yawe uyahange kuri iyi Ngoro umunsi n'ijoro, aha hantu wavuze ko uzahashyira izina ryawe! Umva isengesho umugaragu wawe avugira aha hantu!

21Jya wumva ugutakamba umugaragu wawe n'umuryango wawe Israheli bazagirira aha hantu! Wowe, ujye wumvira mu ijuru aho utuye, wumve kandi ugire impuhwe!

22Nihagira umuntu uzaba yacumuriye undi maze bakamurahiza, kandi akaza kurahirira imbere y'urutambiro rwawe muri iyi Ngoro,

23wowe uzumvire mu ijuru maze utegeke, ucire abagaragu bawe urubanza: umugiranabi umukorere ibimukwiye, ukurikije imigenzereze ye mibi; naho umuziranenge, uzamugire umwere, umwiture ibihuje n'ubutungane bwe.

24Igihe umuryango wawe Israheli uzaba waneshejwe n'abanzi kubera kugucumuraho, nukugarukira ugasingiza izina ryawe,

25wowe uzumvire mu ijuru, maze ubabarire umuryango wawe Israheli icyaha cyawo, hanyuma uwugarure mu gihugu wahaye abasekuruza bawo.

26Igihe ijuru rizaba rikinze kandi imvura yarabuze kubera ko umuryango wawe uzaba wagucumuyeho, nuza gusengera aha ngaha, ugasingiza izina ryawe, ukicuza icyaha cyawo kuko uzaba wawucishije bugufi,

27wowe uzumvire mu ijuru, ubabarire abagaragu bawe icyaha cyabo n'icy'umuryango wawe Israheli, uzabereke inzira iboneye bagomba gukurikira, maze ugushe imvura mu gihugu cyawe, wahayeho umurage umuryango wawe.

28Nihatera inzara mu gihugu, hagatera icyorezo, imyaka ikarumba, hagatera inzige, n'ibihore, umwanzi agatera imigi yose y'igihugu, hakaduka icyorezo n'indwara iyo ari yo yose,

29maze umuntu wese wo mu muryango wa Israheli agasenga atakamba abitewe na kimwe muri ibyo, akiyumvisha ikibi kiri mu mutima we, maze akarambura amaboko ye ayerekeje kuri iyi Ngoro,

30wowe uzumvire mu ijuru aho utuye, ugire impuhwe, maze uhe buri muntu ibihuje n'imigenzereze ye, kuko uba uzi umutima we. Koko kandi ni wowe umenya imitima ya bose,

31bikazatuma bagutinya iminsi yose bazamara mu gihugu wahaye abasokuruza bacu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

32 Ndetse n’umunyamahanga, utari uwo mu muryango wawe Israheli, naturuka mu gihugu cya kure ku mpamvu y’izina ryawe ry’ikirangirire, no ku mpamvu y’ikiganza cyawe gikomeye n’ukuboko kwawe kw’impangare, akaza agasengera muri iyi Ngoro,

33 wowe, uzumvire mu ijuru aho utuye, maze wubahirize ibyo umunyamahanga azaba yagusabye byose, kugira ngo amahanga yose y’isi azamenye izina ryawe, maze agutinye nk’uko Israheli, umuryango wawe ubigenza, kandi bazamenye ko izina ryawe ryambarizwa muri iyi Ngoro nubatse.

34 Igihe umuryango wawe uzatera abanzi bawo ukajya kubarwanyiriza aho uzaba waboherereje aho ari ho hose, nusenga Uhoraho werekeje ku murwa watoranyije n’Ingoro nubakiye izina ryawe,

35 wowe, aho uri mu ijuru, uzumve isengesho ryawo, maze urengere abagutakambira.

36 Abayisraheli nibagucumurira, kuko nta muntu udacumura, ukabarakarira, ukabateza ababisha, maze bagatsindwa bakajyanwa bunyago mu gihugu cya kure cyangwa cya hafi,

37 nibagutekereza bari muri icyo gihugu bazaba bafungiwemo, bakihana kandi bakagutakambira bari mu gihugu cy’ababatsinze, bavuga bati ’Twaracumuye, turi abanyamafuti, turi ibicibwa’,

38 bakakugarukira n’umutima wabo wose, n’amagara yabo yose, aho bari muri icyo gihugu bazaba bajyanywemo bunyago bakagusenga bareba aho igihugu cyabo giherereye, ari cyo gihugu wahaye abasekuruza babo, berekeje kandi umurwa watoranyije n’Ingoro nubakiye izina ryawe,

39 wowe aho utuye mu ijuru, uzumve amasengesho yabo n’ugutakamba kwabo, maze batsindire ibyo bazaba baharaniye, maze ubabarire abantu bawe bazaba bagukoreye ibyaha.

40 None rero, Mana yanjye, amaso yawe narebe, kandi amatwi yawe niyumve amasengesho avugirwa aha hantu!

41 Ubu rero, Uhoraho Mana, haguruka, wowe n’Ubushyinguro burimo imbaraga zawe, maze uze aha hantu h’uburuhukiro! Abaherezabitambo bawe, Uhoraho Mana, nibagire amahoro, kandi n’abayoboke bawe nibasabagizwe n’ibyishimo!

42 Uhoraho Mana, wikwitarura uruhanga rw’uwo wasize, ibuka ibyiza wagiriye umugaragu wawe Dawudi.»

## Icya kabiri cy'Amateka 7

### Ibitambo byatuwe Uhoraho

(1 Bami 8,62–66)

1 Salomoni amaze gusenga, umuriro umanuka uva mu ijuru, ibitambo bitwikwa n’amaturo, birakongoka, maze ikuzo ry’Uhoraho ryuzura Ingoro.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2 Abaherezabitambo ntibashobora kwinjira mu Ngoro y'Uhoraho kuko ikuzo ry'Uhoraho ryari ryuzuye Ingoro y'Uhoraho.

3 Abayisraheli bose babonye umuriro n'ikuzo ry'Uhoraho bimanukiye ku Ngoro, barunama bakoza uruhanga ku butaka, maze baramya Uhoraho «kuko ari umugwaneza, n'ubudahemuka bwe bugahoraho iteka.»

4 Umwami na rubanda rwose bafatanya gutura ibitambo Uhoraho.

5 Umwami Salomoni atura ibitambo by'ibimasa ibihumbi makumyabiri na bibiri, n'iby'intama ibihumbi ijana na makumyabiri. Uko ni ko umwami na rubanda rwose batashye Ingoro y'Uhoraho.

6 Abaherezabitambo bari bahagaze mu mwanya wabo, naho abalevi bari bafite ibyuma byo kuririmbira Uhoraho, bya bindi umwami Dawudi yari yarakoreshereje guhimbaza Uhoraho «Kuko ubudahemuka bwe buhoraho iteka!» Ni bo baririmbaga ibisingizo Dawudi yari yarahimbye. Abaherezabitambo babari iruhande bavuzaga amakondera, naho Abayisraheli bose bahagaze.

7 Salomoni yegurira Uhoraho igice cyo hagati y'urugo ruri imbere y'Ingoro y'Uhoraho, akaba ari na ho yaturiye ibitambo bitwikwa n'urugimbu rw'ibitambo by'ubuhoro. Ntiyabituriye ku rutambiro rw'umuringa rwari rwarubatswe na Salomoni kuko rwari ruto cyane, rudashobora kujyaho ibitambo bitwikwa, amaturo n'ingimbu.

8 Muri icyo gihe Salomoni akora ibirori bimara iminsi irindwi, ari hamwe n'Abayisraheli bose. Ryari ikoraniro rinini cyane rigizwe n'abaturutse mu gihugu cyose, kuva i Lebohamati kugeza ku mugezi wa Misiri.

9 Ku munsi wa munani bose barakorana kugira ngo basoze ibirori, kuko bari bamaze iminsi irindwi bari mu byishimo, bizihiza itahwa ry'urutambiro.

10 Nuko ku munsi wa makumyabiri n'itatu w'ukwezi kwa karindwi Salomoni asezerera abantu basubira mu mahema yabo, bagenda bishimye kandi imitima yabo inejejwe n'ibyiza Uhoraho yari yagiriye Dawudi, Salomoni, n'umuryango we Israheli.

### Uhoraho yongera kubonekera Salomoni
(1 Bami 9,1–9)

11 Salomoni yari amaze kuzuza Ingoro y'Uhoraho n'iy'umwami, kandi amaze gutunganya neza ibyo yari yarazirikanye byose gukora mu Ngoro y'Uhoraho no mu nzu ye bwite.

12 Nuko Uhoraho aramubonekera nijoro maze aramubwira ati «Numvise amasengesho yawe kandi nahisemo aha hantu ngo habe Ingoro yo guturiramo ibitambo.

13 Ninkinga ijuru imvura ntigwe, nintegeka inzige ngo zangize igihugu, ninohereza icyorezo mu bantu banjye,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14maze abantu banjye bitiriwe izina ryanjye bakicisha bugufi, bagasenga, bagashaka uruhanga rwanjye kandi bakareka ingeso mbi zabo, nanjye nzumvira mu ijuru mbabarire ibicumuro byabo kandi nkize igihugu cyabo.

15Ubu ngubu amaso yanjye arareba kandi amatwi yanjye arumva amasengesho avugirwa aha hantu.

16Kandi kuva ubu ntoranyije iyi Ngoro ndayitagatifuje kugira ngo izina ryanjye rizayibemo ubuziraherezo; nzayihozaho amaso kandi nyihozeho umutima wanjye iteka ryose.

17Naho wowe, nugenda imbere yanjye nk'uko so Dawudi yabigenje, ugakora ibyo nagutegetse byose, kandi ukitondera amateka yanjye n'amabwiriza yanjye,

18ni bwo nanjye nzakomeza ingoma yawe nk'uko nabisezeraniye so Dawudi, ngira nti 'Ntihazigera habura umuntu mu bawe uzategeka Israheli.'

19Ariko nimunteshukaho, ntimwitondere amateka yanjye n'amategeko yanjye nabahaye, mukayoboka izindi mana kandi mukaziramya,

20ubwo nzabavana mu gihugu nabahaye kandi iyi Ngoro neguriye izina ryanjye nzayijugunya kure imve mu maso, maze izabe iciro ry'imigani n'agashinyaguro mu mahanga yose.

21Iyi Ngoro uko ingana uku, uzayinyura iruhande azatangara, yibaza ati 'Ni iki cyatumye Uhoraho akorera ibi ngibi iki gihugu n'iyi Ngoro?'

22Bazasubiza bati 'Ni uko baretse Uhoraho Imana y'abasekuruza babo yabakuye mu gihugu cya Misiri, bakiha izindi mana, bakaziramya kandi bakazikorera: ngicyo icyatumye Uhoraho abateza ibi byago byose.'

## Icya kabiri cy'Amateka 8

### Imirimo inyuranye ya Salomoni

(1 Bami 9,10–28)

1Imyaka makumyabiri ishize, ari na yo Salomoni yubatsemo Ingoro y'Uhoraho n'inzu ye bwite,

2Salomoni yongera kubaka imigi Huramu yari yaramuhaye maze ayituzamo Abayisraheli.

3Hanyuma Salomoni atera i Hamati-Soba, arahigarurira.

4Yubaka Tadumori yo mu butayu kandi asana n'imigi yose y'ububiko yari mu karere ka Hamati.

5Asana Betihoroni yo haruguru na Betihoroni y'epfo, iyo migi ayikikiza inkike z'amabuye, ayikingisha inzugi, n'ibihindizo.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6 Abigenza atyo no kuri Balati, no ku migi ye yose y'ububiko, no ku migi amagare y'intambara yatahagamo n'iyo abagendera ku mafarasi batahagamo. Salomoni yubaka kandi ibyo ashaka byose muri Yeruzalemu, no muri Libani no mu gihugu cyose yategekaga.

7 Hari hasigaye abaturage benshi b'Abaheti, Abahemori, Abaperizi, Abahivi n'Abayebuzi, batari Abayisraheli.

8 Nuko Salomoni akoranya abana babo bari bacitse ku icumu batarimbuwe n'Abayisraheli, abagenera gukora imirimo y'uburetwa kugeza n'ubu.

9 Ariko mu Bayisraheli ntiyagira abo ashyira mu buhake kuko ari bo barwanaga intambara, bakaba abatware b'ingabo ze, n'abatware b'amagare ye n'ab'abagendera ku mafarasi.

10 Dore umubare w'abatware bakuru b'umwami Salomoni; bari magana abiri na mirongo itanu bategekaga rubanda.

11 Salomoni azamura umukobwa wa Farawo, amuvana mu murwa wa Dawudi, amujyana mu nzu yamwubakiye, kuko yibwiraga ati «Umugore wanjye ntagomba kuba mu nzu ya Dawudi, umwami w'Abayisraheli, kuko ari ahantu hatagatifu Ubushyinguro bw'Uhoraho bwinjiye.»

12 Nuko Salomoni aturira Uhoraho ibitambo bitwikwa ku rutambiro rw'Uhoraho yari yarubatse imbere y'Inzu y'Uhoraho,

13 akabigenza atyo uko igihe cyo kubitura kigeze nk'uko byategetswe na Musa: ku masabato, mu mboneko z'ukwezi no ku minsi mikuru itatu yo mu mwaka, ari yo umunsi mukuru w'imigati idasembuwe, umunsi mukuru w'ibyumweru n'umunsi mukuru w'amahema.

14 Akurikije icyemezo cya se Dawudi, ashyiraho imitwe y'abaherezabitambo mu mirimo yabo, ashyiraho abalevi kugira ngo bahimbaze Uhoraho, kandi batunganye buri munsi, imirimo yabo imbere y'abaherezabitambo; ashyira n'abarinzi b'inzugi kuri buri rugi uko imitwe yabo yari imeze, kuko iryo ryari itegeko rya Dawudi, umuntu w'Imana.

15 Ntibagira itegeko na rimwe ry'umwami bacaho ku byerekeye abaherezabitambo n'abalevi, no ku kintu icyo ari cyo cyose cyo mu bubiko.

16 Nuko imirimo yose ya Salomoni iratungana, kuva ku munsi bubatseho urufatiro rw'Ingoro y'Uhoraho kugera igihe Ingoro y'Uhoraho yuzuriye.

17 Nuko Salomoni ajya i Esiyoni-Geberi no mu cyerekezo cya Eloti, ku nkombe y'inyanja, mu gihugu cya Edomu.

18 Huramu amwohererereza amato arimo abagaragu be bamenyereye inyanja. Bajyana n'abagaragu ba Salomoni, baragenda bagera i Ofiri, bakurayo zahabu ingana

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'amatalenta magana ane na mirongo itanu, bayizanira umwami Salomoni.

## Icya kabiri cy'Amateka 9

### Umwamikazi w'i Saba asura Salomoni

(1 Bami 10,1–13)

1Umwamikazi w'i Saba yumva bamamaza Salomoni. Nuko aza i Yeruzalemu ashagawe n'imbaga nyamwinshi, n'ingamiya zihetse imibavu na zahabu nyinshi n'amabuye y'agaciro gakomeye, azanywe no kumwinjisha ibibazo by'urusobekerane. Ageze kwa Salomoni amubwira ibyo yari afite ku mutima byose.

2Salomoni asubiza ibibazo bye byose, ntihagira na kimwe kimubera urujijo ku buryo yakiburira igisubizo.

3Umwamikazi w'i Saba abonye ubuhanga bwa Salomoni, inzu yari yarubatse,

4ibiribwa byo ku meza ye, amacumbi y'abagaragu be, imiherereze y'abagaragu be n'imyambarire yabo, abahereza b'inzoga be n'imyambarire yabo, ibitambo bitwikwa yaturiraga mu Ngoro y'Uhoraho, arumirwa abura urwo avuga.

5Nuko abwira umwami, ati «Ibyo numvise mu gihugu cyanjye bakuvugaho, iby'imivugire yawe n'ubuhanga bwawe, byari ukuri.

6Sinemeraga ibyavugwaga kugeza ubwo niyizira nkibonera n'amaso yanjye; none nsanze nta n'icya kabiri cy'ubwenge bwawe bari bamenyesheje! Urengeje kure mu buhanga no mu mico ubwamamare nari narakumviseho.

7Hahirwa abagore bawe, hahirwa abagaragu bawe, bo bahora igihe cyose imbere yawe bumva ubuhanga bwawe!

8Nihasingizwe Uhoraho Imana yawe, we wakwicaje ku ntebe y'ubwami bwe ngo utegekere Uhoraho Imana yawe! Bitewe n'uko Imana yawe ikunda Israheli, igashaka kuyibeshaho ubuziraherezo, yakwimitseho umwami kugira ngo wubahirize amategeko n'ubutabera.»

9Nuko atura umwami zahabu ingana n'amatalenta ijana na makumyabiri, imibavu myinshi cyane n'amabuye y'agaciro gakomeye. Nta bundi higeze haboneka imibavu inganya ubwinshi n'iyo umwamikazi w'i Saba yatuye umwami Salomoni.

10Byongeye kandi, abagaragu ba Huramu n'aba Salomoni bari bazanye zahabu bayikuye i Ofiri, bari bazanye n'ibiti by'indobanurwa n'amabuye by'agaciro gakomeye.

11Ibyo biti umwami abikuramo imbaho zigenewe Ingoro y'Uhoraho n'ingoro ye bwite, kandi abibazamo inanga z'abaririmbyi. Nta biti nk'ibyo byigeze biboneka mbere mu gihugu cya Yuda!

12Umwami Salomoni aha umwamikazi w'i Saba ibyo yashatse kumusaba byose,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

birenga kure ibyo we yari yatuye umwami. Hanyuma umwamikazi aragenda, asubirana n'abagaragu be mu gihugu cye.

## Ubukungu bwa Salomoni

(1 Bami 10,14–28)

13Uburemere bwa zahabu yajyaga kwa Salomoni mu mwaka umwe gusa bwari ubw'amatalenta magana atandatu na mirongo itandatu n'atandatu,

14hatabariwemo amakoro y'abagenzi n'imisoro y'abacuruzi. Abami bose ba Arabiya n'abatware b'igihugu baturaga umwami zahabu na feza.

15Umwami Salomoni acurisha ingabo nini magana abiri muri zahabu yacuzwe, ingabo ikomekwaho amasikeli magana atandatu ya zahabu yacuzwe;

16acurisha n'ingabo nto magana atatu muri zahabu. Umwami azishyira mu nzu y'ishyamba rya Libani.

17Umwami abajisha intebe nini y'ubwami mu mahembe y'inzovu, ayisiga zahabu inogereye.

18Iyo ntebe yari ifite amadarajya atandatu n'ubwegamiro buhese bwa zahabu, n'imikondo yo kurambikaho inkokora kuri buri ruhande rw'ahicarwa. Hari amashusho abiri y'intare ahagaze iruhande rw'imikondo,

19hakaba n'andi mashusho y'intare cumi n'abiri kuri buri ruhande rw'amadarajya atandatu. Nta wundi mwami wigeze abajisha intebe nk'iyo!

20Ibikombe byose umwami Salomoni yanyweragamo byari bisizwe zahabu, n'ibikoresho byose byo mu nzu y'ishyamba rya Libani byari bisizwe zahabu inogereye. Nta gaciro feza yari ifite mu gihe cy'ingoma ya Salomoni.

21Koko umwami yari afite amato yajyanaga abagaragu ba Huramu i Tarishishi kandi buri myaka itatu amato y'i Tarishishi yahagarukaga yuzuye zahabu, feza, amahembe y'inzovu, inguge n'inyoni nziza.

22Umwami Salomoni arusha abami bose b'isi ubukungu n'ubuhanga.

23Abami bose b'isi bifuzaga kubona Salomoni, kugira ngo bumve ubuhanga Imana yashyize mu mutima we.

24Buri wese yazanaga ituro rye, ari byo ibintu bya feza, ibintu bya zahabu, imyambaro, intwaro, imibavu, amafarasi n'inyumbu, kandi bakabizana uko umwaka utashye.

25Salomoni yari afite ibiraro ibihumbi bine bigenewe amafarasi n'amagare ye, akagira n'amafarasi ibihumbi cumi na bibiri yatahaga mu migi amagare yabikwagamo, akayagira no hafi ye i Yeruzalemu.

26Yategekaga abami bose kuva ku ruzi rwa Efurati kugera mu gihugu cy'Abafilisiti no


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kugera ku mupaka wa Misiri.

27Umwami atuma i Yeruzalemu hagwira feza inganya ubwinshi n'amabuye, haba kandi ibiti by'amasederi binganya ubwinshi n'imivumu yo mu bibaya.

28Amafarasi ya Salomoni yaturukaga i Musuri no mu bihugu byose.

### Itanga rya Salomoni

(1 Bami 11,41–43)

29Ibindi bigwi bya Salomoni, kuva ku byabanje kugera ku byaherutse, nta bwo
byanditswe se mu gitabo cy'Ibyakozwe n'Umuhanuzi Natani, mu byahanuwe na Ahiya w'i Silo no mu byahishuriwe Ido w'umushishozi ku byerekeye Yerobowamu mwene Nebati?

30Salomoni yamaze imyaka mirongo ine i Yeruzalemu ategeka Abayisraheli bose.

31Salomoni aratanga asanga abasekuruza be, umurambo we ushyingurwa mu murwa wa se Dawudi, maze umuhungu we Robowamu amuzungura ku ngoma.

## Icya kabiri cy'Amateka 10

# AMATEKA Y'ABAMI BA YUDA

### Ikoraniro y'i Sikemu

(1 Bami 12,1–15)

1Robowamu ajya i Sikemu kuko ari ho Israheli yose yari yaje kumwimikira.

2Nuko uwitwa Yerobowamu mwene Nebati wari mu Misiri, kuko yari yarahungiyeyo umwami Salomoni, amaze kumva iby'iryo koraniro, aratahuka.

3Batumiza Yerobowamu, azana n'Abayisraheli bose. Babwira Robowamu aya magambo, bati

4«So yatugeretseho umuzigo uremereye adukoresha imirimo y'uburetwa, wowe rero ubu ngubu tworohereze iyo mirimo ikaze n'uwo muzigo uremereye so yatugeretseho, maze tukuyoboke tugukorere.»

5Arabasubiza ati «Nimugende, muzagaruke mu minsi itatu.» Nuko baragenda.

6Umwami Robowamu agisha inama abantu bakuru bahoze bahatswe na se Salomoni akiriho, arababaza ati «Mwebwe mungiriye nama ki yo gusubiza bariya bantu?»

7Baramusubiza bati «Uyu munsi niwereka bariya bantu ko ubitayeho, ukabashimisha kandi ukabasubiza mu magambo meza, bazakomeza bakubere abagaragu.»

8Ariko Robowamu yanga kwemera inama agiriwe n'abo basaza, ahubwo agisha inama abasore babyirukanye na we, bamuhatsweho.

9Arababaza ati «Mwebwe mungiriye nama ki? Dusubize iki bariya bantu bambajije ngo 'Tworohereze umuzigo uremereye so yadukoreye'?»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Abasore babyirukanye na we baramusubiza bati «Abo bantu bakubwiye aya magambo ngo ’So yatugeretseho umuzigo uremereye, ariko wowe uwutworohereze’, uzabasubize uti ’Urutoki rwanjye rw’agahera rurusha ubunini impyiko za data!

11Guhera ubu rero, ubwo data yabakoreye umuzigo uremereye, jyewe nzabarushirizaho; kandi ubwo data yabakubitishaga ibiboko, jye nzabakubitisha imikoba ipfunditseho ibyuma.»

12Umunsi wa gatatu ugeze, Yerobowamu arikora n’abantu bose basanga Robowamu nk’uko umwami yari yarabibabwiye, agira ati «Muzagaruke ku munsi wa gatatu.»

13Umwami Robowamu abasubizanya inabi nyinshi: areka inama abasaza bamugiriye,

14abasubiza akurikije inama y’abasore, agira ati «Umuzigo wanyu data yarawuremereje, naho jye nzabarushirizaho. Data yabakubitishije ibiboko, jyewe nzabakubitisha imikoba ipfunditseho ibyuma.»

15Umwami ntiyumvira abo bantu, kuko ubwo bwari uburyo bwakoreshejwe n’Uhoraho, kugira ngo yuzuze ijambo Uhoraho yari yarabwiye Yerobowamu mwene Nebati, aritumye Ahiya w’i Silo.

### Igihugu cya Salomoni kigabanyamo ingoma ebyiri

(1 Bami 12,16–25)

16Israheli yose ibonye ko umwami atayumvise, imbaga y’abantu imusubiza muri aya magambo, iti «Dufite mugabane ki kwa Dawudi? Nta murage dusangiye na mwene Yese. Israheli, isubirire mu mahema yawe! None rero Dawudi, wimenyere inzu yawe!» Nuko Israheli isubira mu mahema yayo.

17Ariko Robowamu akomeza gutegeka Abayisraheli bari batuye mu migi ya Yuda.

18Umwami Robowamu yohereza Adoramu, umutware w’imirimo y’uburetwa, ariko Israheli yose imutera amabuye nuko arapfa. Ubwo umwami Robowamu aherako yinaga ku igare rye, ahungira i Yeruzalemu.

19Israheli yose igandira ityo inzu ya Dawudi kugeza n’ubu.

## Icya kabiri cy'Amateka 11

1Robowamu ageze i Yeruzalemu akoranya umuryango wa Yuda n’uwa Benyamini, ni ukuvuga abantu ibihumbi ijana na mirongo inani b’abarwanyi kabuhariwe, kugira ngo barwanye Israheli maze bagarurire Robowamu ubwami.

2Ariko ijambo ry’Uhoraho rigera kuri Shemaya, umuntu w’Imana, riti

3«Bwira Robowamu mwene Salomoni, umwami w’Abayuda, n’Abayisraheli bose bo mu muryango wa Yuda n’uwa Benyamini, uti

4’Uhoraho aravuze ngo: Ntimuzarwanye abavandimwe banyu, ahubwo buri wese


© 2012, Bible Society of Rwanda.

nasubire iwe, kuko ibyo ari jye byakomotseho!'» Bumvira ijambo ry'Uhoraho maze bareka gutera Yerobowamu, baratаha.

5Robowamu atura i Yeruzalemu kandi yubaka imigi ikomeye muri Yuda.

6Yubaka Betelehemu, Etamu, Tekowa,

7Betishuri, Soko, Adulamu,

8Gati, Maresha, Zifu,

9Adorayimu, Lakishi, Azeka,

10Soreya, Ayaloni na Heburoni; iyo ni yo migi ikomeye yo mu gihugu cya Yuda n'icya Benyamini.

11Robowamu yayubakiye inkike arazikomeza ayishyiramo abatware, anayigira ububiko bw'ibiribwa, bw'amavuta n'ubwa divayi.

12Buri mugi wari ubitswemo ingabo n'amacumu yarawukomeje cyane, maze Abayuda n'Ababenyamini baramuyoboka.

## Abaherezabitambo n'abalevi bifatanya na Robowamu

13Abaherezabitambo n'abalevi bari muri Israheli yose bava aho bari batuye hose, baramusanga.

14Koko rero abalevi basize amasambu yabo n'ibyabo byose bajya muri Yuda n'i Yeruzalemu, kuko Yerobowamu n'abahungu be bari bababujije gutunganya umurimo wabo w'ubuherezabitambo bw'Uhoraho.

15Ahubwo Yerobowamu yishyiriraho abaherezabitambo be ngo baturire ibitambo mu masengero y'ahirengeye, n'imbere y'amashusho y'amasekurume y'ihene n'ay'inyana.

16Abo balevi bakurikirwa n'abantu bo mu miryango yose ya Israheli, bari bafite umwete wo gushaka Uhoraho Imana ya Israheli, nuko bajya i Yeruzalemu gutura ibitambo Uhoraho Imana y'abasekuruza babo.

17Bakomeje batyo ubwami bwa Yuda, kandi batera inkunga Robowamu mwene Salomoni, mu gihe cy'imyaka itatu, kuko ari yo yamaze agendera mu nzira za Dawudi na Salomoni.

## Urugo rwa Robowamu

18Robowamu yashatse umugore witwa Mahalata, umukobwa wa Yerimoti mwene Dawudi na Abihayili, umukobwa wa Eliyabu mwene Yese.

19Amubyarira abahungu, ari bo Yewushi, Shemariya, na Zahamu.

20Nyuma ye Robowamu azana Mahaka, umukobwa wa Abusalomu, maze amubyarira Abiya, Atayi, Ziza na Shelomiti.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[21]Robowamu akunda Mahaka, umukobwa wa Abusalomu, amurutisha abandi bagore
be bose n'inshoreke ze, kuko yatunze abagore cumi n'umunani n'inshoreke mirongo
itandatu; akabyara abahungu makumyabiri n'umunani n'abakobwa mirongo
itandatu.

[22]Robowamu afata Abiya mwene Mahaka, amugira umutware w'abavandimwe be,
kuko yashakaga ko ari we uzamuzungura ku ngoma.

[23]Yagize igitekerezo cyo gukwirakwiza abahungu be bose mu gihugu cya Yuda n'icya
Benyamini, mu migi yose ikomeye; abaha ibiribwa byinshi kandi abashakira abagore.

## Icya kabiri cy'Amateka 12

### Shishaki, umwami wa Misiri, atera Abayuda

(1 Bami 14,25–27)

[1]Ubwami bwa Robowamu bumaze gushinga imizi no gukomera, Robowamu areka
kumvira Itegeko ry'Uhoraho kandi Abayisraheli bose bagenza nka we.

[2]Robowamu amaze imyaka itanu ari ku ngoma, Shishaki, umwami wa Misiri, agaba
igitero i Yeruzalemu, kuko bacumuriye Uhoraho;

[3]yari kumwe n'amagare igihumbi na magana abiri, abagendera ku mafarasi ibihumbi
mirongo itandatu n'abantu batabarika bavanye na we mu Misiri, ari bo Abalibiya,
Abasuki n'Abakushi.

[4]Yigarurira imigi ikomeye yo muri Yuda kandi aragenda, agera i Yeruzalemu.

[5]Umuhanuzi Shemaya asanga Robowamu n'abatware b'Abayuda bari bateraniye i
Yeruzalemu, bahunga Shishaki, maze arababwira ati «Uhoraho aravuze ngo
'Mwebwe, mwarantereranye; none nanjye ndabatereranye mu maboko ya
Shishaki.'»

[6]Abatware b'Abayisraheli n'umwami bicisha bugufi, baravuga bati «Uhoraho ni
intabera!»

[7]Uhoraho abonye ko bicishije bugufi, abwira Shemaya muri aya magambo, ati
«Bicishije bugufi: sinzabarimbura, ahubwo ngiye kubakiza, mbuze Shishaki
kurimbura Yeruzalemu, bitewe n'uburakari bwanjye.

[8]Nyamara bazaba abagaragu be kugira ngo bazamenye ikiruta ikindi icyo ari cyo: ari
ukunkorera ari no gukorera abami b'ibindi bihugu.»

[9]Shishaki, umwami wa Misiri, arazamuka atera Yeruzalemu. Asahura umutungo wo
mu Ngoro y'Uhoraho, asahura n'umutungo wo mu Ngoro y'umwami. Asahura byose
abimaraho, ndetse yatwaye n'ingabo umwami Salomoni yari yaracurishije muri
zahabu.

[10]Umwami Robowamu acurisha izindi ngabo mu muringa, azisimbuza izasahuwe


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

maze azishinga abatware b’abasirikare barindaga amarembo y’ibwami.

11Buri gihe umwami yabaga yinjiye mu Ngoro y’Uhoraho, abarinzi bamugendagaho
bazifite, yasohoka bakajya kuzibika mu nzu yabo.

12Kubera ko umwami yari yicishije bugufi, Uhoraho ntiyakomeje kumurakarira maze
areka kubatsemba, kuko mu Bayuda hari harimo bamwe na bamwe bagikora neza.

### Iherezo ry’ingoma ya Robowamu

(1 Bami 14,21–22)

13Umwami Robowamu akomera i Yeruzalemu kandi arahategeka. Robowamu
yimitswe amaze imyaka mirongo ine n’umwe avutse kandi amara ku ngoma imyaka
cumi n’irindwi i Yeruzalemu, umurwa Uhoraho yitoranyirije mu miryango yose ya
Israheli kugira ngo bahubahirize izina rye. Nyina wa Robowamu yitwaga Nahama,
akaba Umuhamonikazi.

14Yakoze nabi kuko umutima we utakomeje gushakashaka Uhoraho.

15Ibigwi bya Robowamu, kuva ku byabanje kugera ku byaherutse, ntibyanditswe se
mu gitabo cy’Ibyakozwe n’umuhanuzi Shemaya no mu icy’Ibyakozwe na Ido
w’umushishozi, birimo intondeke z’ibisekuruza? Hakomeje kubaho intambara
ziteranya Robowamu na Yerobowamu.

16Nuko Robowamu aratanga asanga abasekuruza be, umurambo we ushyingurwa
mu Murwa wa Dawudi; maze umuhungu we Abiya amuzungura ku ngoma.

## Icya kabiri cy'Amateka 13

### Abiya, umwami wa Yuda (913–911)

(1 Bami 15,1–8)

1Mu mwaka wa cumi n’umunani w’ingoma ya Yerobowamu, Abiyayimikiwe kuba
umwami wa Yuda.

2Yamaze imyaka itatu ari ku ngoma i Yeruzalemu. Nyina yitwaga Mahaka, akaba
umukobwa wa Uriyeli w’i Gibeya. Nuko havuka intambara iteranya Abiya na
Yerobowamu.

3Abiya yashoje urugamba, ari kumwe n’abagabo b’intwari ibihumbi magana ane, bari
abarwanyi kabuhariwe. Naho Yerobowamu arinda urugamba ari kumwe n’abagabo
ibihumbi magana inani batoranyijwe, bakaba abarwanyi b’intwari.

4Abiya ahagarara hejuru ku musozi wa Semarayimu wo mu misozi ya Efurayimu,
maze aravuga ati «Nimunyumve, Yerobowamu n’Abayisraheli mwese!

5Ntimuzi se ko Uhoraho, Imana ya Israheli, yahaye Dawudi kuzahora iteka ku ngoma
ya Israheli, we n’abana be, akagirana na bo isezerano ridakuka?

6Ariko Yerobowamu mwene Nebati, umugaragu wa Salomoni mwene Dawudi,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

yarahagurutse agomera shebuja.

7Nuko abagiranabi, abantu b'imburamumaro, bakoranira iruhande rwe, maze
bagomera Robowamu mwene Salomoni; nyamara Robowamu wari ukiri muto kandi
afite umutima woroshye, ntiyabasha kubanesha.

8None ubu muravuga ko muzanesha ubwami bw'Uhoraho buri mu makobo ya bene
Dawudi! Muri igitero kinini kandi mufite amashusho y'inyana Yerobowamu
yabakoreye ngo zibe imana zanyu,

9ariko se ntimwirukanye bene Aroni, abaherezabitambo b'Uhoraho, mukirukana
n'abalevi, kugira ngo mwishyirireho abaherezabitambo nk'uko abantu bo mu bindi
bihugu babigenza? Uzanye wese ikimasa n'amasekurume arindwi, ashaka kugirwa
umuherezabitambo, muramwemera agakorera ikitari Imana!

10Naho twebwe, Uhoraho ni we Mana yacu kandi ntitwamutereranye:
abaherezabitambo bakorera Uhoraho ni bene Aroni bafatanyije na bene Levi.

11Buri gitondo na nimugoroba batura Uhoraho ibitambo bitwikwa ndetse n'imibavu
ihumura, bagashyira ku meza aboneye imigati y'umumuriko kandi buri mugoroba
bacana amatara ari mu gitereko cyayo cya zahabu. Ni twebwe dukurikiza amategeko
y'Uhoraho Imana yacu, naho mwebwe mwaramutereranye!

12Dore Uhoraho aratugenda imbere n'abaherezabitambo be, n'amakondera avugana
n'amaruru y'imbaga ngo tubatere. Bayisraheli, mwirwanya Uhoraho Imana
y'abasokuruza banyu, kuko mutazatsinda!»

13Yerobowamu yohereza igice kimwe cy'ingabo ze ngo gice inyuma y'Abayuda, naho
we abarwanya abaturutse imbere.

14Abayuda bakebutse babona intambara ibakomereye imbere n'inyuma.
Batakambira Uhoraho, abaherezabitambo bavuza amakondera.

15Ingabo z'Abayuda zibaha induru, maze mu gihe zikiyivuza, Imana itsindira
Yerobowamu n'Abayisraheli bose imbere ya Abiya n'Abayuda.

16Abayisraheli bahunga Abayuda, Imana irababagabiza.

17Abiya n'ingabo ze barabanesha cyane, bica mu Bayisraheli abagabo b'intwari
kabuhariwe ibihumbi magana atanu.

18Muri icyo gihe Abayisraheli bicisha bugufi kandi Abayuda barakomera kuko bari
bishingikirije Uhoraho, Imana y'abasekuruza babo.

19Abiya akurikirana Yerobowamu, maze amunyaga imigi, ari yo Beteli n'insisiro zayo,
Yeshana n'insisiro zayo, na Efuroni n'insisiro zayo.

20Yerobowamu ntiyongera kugira imbaraga ku ngoma ya Abiya, ahubwo Imana
iramutera, arapfa.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

21Naho Abiya arakomera; ashaka abagore cumi na bane maze abyara abahungu makumyabiri na babiri n'abakobwa cumi na batandatu.

22Ibindi bigwi bya Abiya, n'ibyo yakoze byose, byanditswe mu gitabo cy'Ibyakozwe n'umuhanuzi Ido.

23Abiya aratanga, asanga abasekuruza be, maze umurambo we ushyingurwa mu Murwa wa Dawudi. Umuhungu we Asa amuzungura ku ngoma ye.

### Intangiriro y'Ingoma ya Asa

(911–870)

Ku ngoma ya Asa, igihugu cyamaze imyaka cumi mu mudendezo.

## Icya kabiri cy'Amateka 14

1Asa yakoze ibyiza bitunganiye Uhoraho, Imana ye.

2Yashenye intambiro z'abanyamahanga n'amasengero y'ahirengeye, asenya n'inkingi z'ibigirwamana kandi atemagura ibiti byeguriwe Ashera.

3Ategeka Abayuda gushakashaka Uhoraho, Imana y'abasekuruza babo, no kubahiriza amategeko n'amateka ye.

4Yakuyeho amasengero y'ahirengeye n'intambiro baturiragaho imibavu mu migi yose ya Yuda, nuko ku ngoma ye igihugu kigira ituze.

5Yubaka imigi ikomeye muri Yuda kuko igihugu cyari gituje; muri iyo myaka ntiyagira intambara arwana kuko Uhoraho yari yamuhaye amahoro.

6Abwira Abayuda, ati «Twubake iyi migi, tuyizengurutse inkike z'amabuye n'iminara, tuyikingishe inzugi zifite ibihindizo mu gihe igihugu ari twe tukigitegeka. Twashakashatse Uhoraho Imana yacu, maze na we aratwakira kandi aduha amahoro mu mpande zose.» Nuko barubaka, birabahira.

7Asa yari afite abarwanyi ibihumbi magana atatu b'Abayuda bitwaje ingabo nini n'amacumu, akagira n'abarwanyi ibihumbi magana abiri na mirongo inani b'Ababenyamini bitwaje ingabo nto kandi barasanisha imiheto. Abo bose bari abagabo b'intwari.

8Zera w'Umukushi arasohoka n'ingabo ze ibihumbi n'ibihumbi b'abarwanyi, n'amagare magana atatu, ajya gutera igihugu, nuko agera i Maresha.

9Asa aramusanganira, maze baremera urugamba mu kibaya cya Sefata, hafi ya Maresha.

10Asa atakambira Uhoraho Imana ye, agira ati «Uhoraho, umunyantege nke nta wundi ushobora kumukiza umwanzi ukomeye uretse wowe. Uhoraho, Mana yacu, dutabare! Kuko ari wowe twishingikirijeho, kandi n'uru rugamba twaruremye mu izina ryawe. Uhoraho, uri Imana yacu: umuntu ntakagutsinde!»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11Nuko Uhoraho atsindira Abakushi imbere ya Asa n'imbere y'Abayuda, maze Abakushi barahunga.

12Asa n'ingabo ze barabakurikirana babageza i Gerari; hapfa abantu batabarika mu Bakushi, ntihagira n'umwe ubananira, kuko barimbuwe n'Uhoraho n'ingabo ze. Ingabo za Asa zigarukana iminyago myinshi cyane.

13Batsinda imigi yose ikikije Gerari, kuko Uhoraho yari yabateye ubwoba; bamaze kuhanyaga bayikuramo iminyago myinshi.

14Batera n'ibiraro by'amatungo, maze banyaga amatungo magufi menshi n'ingamiya. Hanyuma basubira i Yeruzalemu.

## Icya kabiri cy'Amateka 15

### Asa atangira ivugururwa ry'iyobokamana

1Azariyahu mwene Odedi watashyweho n'umwuka w'Imana,

2asohoka asanganira Asa, maze aramubwira ati «Nimunyumve, Asa namwe Bayuda n'Ababenyamini! Uhoraho azabana namwe, niba namwe mubanye na we. Nimumushakashaka azabiyereka, ariko nimumutererana, azabatererana.

3Abayisraheli bamaze igihe kirekire batagira Imana nyakuri, nta muherezabitambo wo kubigisha, nta n'amategeko.

4Ariko mu byago byabo bagarukiye Uhoraho, Imana ya Israheli; baramushakashatse kandi baramubona.

5Muri icyo gihe abasohokaga n'abinjiraga nta mahoro bari bafite, ahubwo hari imidugararo myinshi mu baturage b'icyo gihugu.

6Ihanga ryarwanaga n'irindi hanga, n'umugi ukarwana n'uwundi, kuko Uhoraho yari yabateje ibyago by'amoko menshi.

7Ariko mwebwe, nimukomere, ibiganza byanyu bye kudandabirana, kuko muzahemberwa ibikorwa byanyu!»

8Asa yumvise ayo magambo n'ubutumwa bw'umuhanuzi Odedi, arakomera maze aca amahano y'ibigirwamana mu gihugu cy'Abayuda n'icy'Ababenyamini, ndetse aba ari na ko abigenza mu migi yigaruriye yo mu musozi wa Efurayimu. Asana urutambiro rw'Uhoraho rwari imbere y'urwinjiriro rw'Ingoro y'Uhoraho.

9Akoranya Abayuda n'Ababenyamini bose, n'impunzi zari hamwe na bo ziturutse muri Efurayimu, Manase na Simewoni, kuko Abayisraheli benshi bari bifatanyije na we bamaze kubona ko Uhoraho Imana ye, ari kumwe na we.

10Nuko bateranira i Yeruzalemu mu kwezi kwa gatatu k'umwaka wa cumi n'itanu w'ingoma ya Asa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11 Uwo munsi batura Uhoraho impfizi magana arindwi n'amatungo magufi ibihumbi birindwi byo mu minyago bazanye.

12 Basezerana gushakashaka Uhoraho, Imana y'abasekuruza babo, n'umutima wabo wose n'amagara yabo yose.

13 Kandi hagize utazashakashaka Uhoraho, Imana ya Israheli, biyemeza ko uwo muntu azicwa, yaba muto cyangwa mukuru, yaba umugabo cyangwa umugore.

14 Babirahirira Uhoraho baranguruye amajwi, bakoma no mu mashyi, bavuza n'amakondera n'imyironge.

15 Abayuda bose bishimira iyo ndahiro, kubera ko bari barahiranye umutima wabo wose kandi bakaba barashakaga Uhoraho bashyizeho umwete. Nuko Uhoraho arabiyereka maze abaha amahoro mu mpande zose.

16 Ndetse umwami Asa avana nyina Mahaka ku rwego rw'ubugabekazi kuko yari yakoresheje ishyano ry'ishusho ryo kubahiriza Ashera: Asa ahirika iryo shusho, araritemagura kandi aritwikira ku kagezi ka Sedironi.

17 Ariko amasengero y'ahirengeye yo muri Israheli ntiyavanwaho. Nyamara umutima wa Asa ukomeza gutungana mu gihe cyose yabayeho.

18 Acyura mu Ngoro y'Imana ibyo se, na we ubwe, bari bareguriye Uhoraho, ari byo feza, zahabu n'ibindi bikoresho.

19 Ntihongeye kuba intambara kugera mu mwaka wa mirongo itatu n'itanu w'ingoma ya Asa.

## Icya kabiri cy'Amateka 16

### Asa aterwa na Bayesha, umwami wa Israheli

(Bami 15,16–22)

1 Mu mwaka wa mirongo itatu n'itandatu w'ingoma ya Asa, Bayesha, umwami wa Israheli, atera Yuda kandi yubaka Rama arayikomeza kugira ngo azibire inzira Asa, umwami wa Yuda.

2 Asa afata feza na zahabu mu mutungo w'Ingoro y'Uhoraho no mu wo mu ngoro y'umwami, abyoherereza Beni-Hadadi, umwami wa Aramu, wari i Damasi. Amutumaho agira ati

3 «Reka tugirane isezerano, nk'uko data na so barigiranye. Dore nkohereje feza na zahabu, maze uce ku isezerano wagiranye na Bayesha, umwami wa Israheli, areke gukomeza kuntera.»

4 Beni-Hadadi yumvira umwami Asa, nuko yohereza abagaba b'ingabo ze ngo batere Israheli, atsinda umugi wa Iyoni, uwa Dani, uwa Abelimayimu n'iyindi migi yose y'ububiko yo muri Nefutali.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[5]Bayesha amaze kumva iyo nkuru, ahita areka kubaka Rama, ahagarika imirimo ye.

[6]Nuko umwami Asa ajyana n'Abayuda bose i Rama, bakurayo amabuye n'ibiti Bayesha yubakishaga; nuko babyubakisha Geba na Misipa.

[7]Muri icyo gihe Hanani w'umushishozi asanga Asa umwami wa Yuda, aramubwira ati «Kubera ko wishingikirije umwami wa Aramu, ntube wishingikirije Uhoraho Imana yawe, ingabo z'umwami wa Aramu zizagucika.

[8]Nta bwo se Abakushi n'Abalibiya bari ingabo zitabarika, bafite n'amagare n'abagendera ku mafarasi benshi cyane? Nyamara Uhoraho wari wishingikirije, yarabakugabije,

[9]kuko Uhoraho ahanga amaso ku isi yose kugira ngo arengere abafite umutima umutunganiye. Ubu noneho wagenjeje nk'umupfu; ni yo mpamvu guhera ubu uzahora mu ntambara.»

[10]Asa arakarira umushishozi aramufunga, kuko yari ababajwe n'ayo magambo. Muri icyo gihe Asa arenganya abantu benshi muri rubanda.

### Iherezo ry'ingoma ya Asa

[11]Ibigwi bya Asa, kuva ku byabanje kugera ku byaherutse, byanditswe mu Gitabo cy'abami ba Yuda na Israheli.

[12]Asa afatwa n'indwara mu mwaka wa mirongo itatu n'icyenda w'ingoma ye; yarwaye indwara ikomeye y'amaguru. Ndetse mu burwayi bwe ntiyita ku Uhoraho, ahubwo ku bavuzi.

[13]Asa aratanga asanga ba sekuruza be, atanga mu mwaka wa mirongo ine n'umwe w'ingoma ye.

[14]Bashyingura umurambo we mu mva yicukuriye mu Murwa wa Dawudi. Bamurambika ku buriri bwuzuye imibavu n'indi miti ihebuje ihumura neza, hanyuma imbere y'ubwo buriri bahacana umuriro waka cyane.

## Icya kabiri cy'Amateka 17

### Ingoma ya Yozafati (870–848)

[1]Yozafati mwene Asa azungura se ku ngoma. Agwiza amaboko, ntiyongera gutinya Abayisraheli.

[2]Mu migi yose ikomeye y'Abayuda ahashyira ingabo kandi ashyira n'abategetsi mu gihugu cyose cya Yuda no mu migi ya Efurayimu yari yarigaruriwe na se Asa.

[3]Uhoraho abana na Yozafati kuko yakurikizaga inzira se yabanje kugenderamo, kandi ntiyita kuri za Behali.

[4]Ahubwo yita ku Uhoraho Imana ya se, agendera mu mategeko ye adakurikije

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

imigenzereze y'Abayisraheli.

5Uhoraho amukomereza ubwami kandi Abayuda bose batura Yozafati amaturo, ku buryo yagize ubukungu bwinshi n'icyubahiro.

6Umutima we warushagaho kugendera mu nzira z'Uhoraho ku buryo yashenye muri Yuda amasengero y' ahirengeye n'inkingi zeguriwe Ashera.

7Mu mwaka wa gatatu w'ingoma ye yohereza ibyegera bye, Benihayili, Obadiya, Zekariya, Netaneli, na Mikayahu, ngo bajye kwigisha mu migi ya Yuda.

8Bajyanye n'abalevi Shemayahu, Netaniyahu, Zebadiyahu, Asaheli, Shemiramoti, Yehonatani, Adoniyahu, Tobiyahu na Tobadoniya. Bajyanye kandi n'abaherezabitambo Elishama na Yehoramu.

9Bigisha muri Yuda bifashishije igitabo cy'Amategeko y'Uhoraho. Bazenguruka imigi yose y'Abayuda bigisha abantu.

10Abami bose b'ibihugu bikikije igihugu cya Yuda baterwa ubwoba n'Uhoraho, bituma hatagira n'umwe utinyuka kurwanya Yozafati.

11Abafilisiti bahaga Yozafati amaturo, feza n'imisoro. Ndetse n'Abarabu bamutura amatungo ibihumbi birindwi na magana arindwi by'amasekurume y'intama n'ibihumbi birindwi na magana arindwi by'amasekurume y'ihene.

**Ingabo za Yozafati**

12Yozafati agenda arushaho gukomera, yubaka ibigo n'imigi y'ububiko muri Yuda,

13maze ayihunikamo imyaka myinshi, kandi i Yeruzalemu ahakoranyiriza abagabo benshi b'intwari ku rugamba.

14Dore uko babaruwe hakurikijwe amazu yabo: Mu Bayuda abatware b'ibihumbi ni: Aduna wayoboraga abagabo b'intwari ibihumbi magana atatu,

15Yehohanani wayoboraga ingabo ibihumbi magana abiri na mirongo inani,

16na Amasiya mwene Zikuri wishakiye ku bwe gukorera Uhoraho, akayobora abagabo b'intwari ibihumbi magana abiri.

17Mu Babenyamini hari Eliyada, umugabo w'intwari wayoboraga abagabo ibihumbi magana abiri barasanisha imiheto kandi bafite ingabo,

18hakaba na Yehozabadi wayoboraga abagabo ibihumbi ijana na mirongo inani bakereye intambara.

19Abo ni bo bakoreraga umwami, hatabariwemo abo umwami yari yarashyize mu migi yose ikomeye yo muri Yuda.

## Icya kabiri cy'Amateka 18


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Yozafati yifatanya na Akabu, umwami wa Israheli
(1 Bami 22,1–4)

[1]Yozafati agira ubukungu bwinshi n'ikuzo, nuko aba bamwana wa Akabu.

[2]Hashize imyaka mike aramanuka asanga Akabu i Samariya. Kugira ngo amwakire,
we n'abantu bari kumwe, Akabu amubagira amatungo magufi n'amaremare menshi,
nuko amwemeza ko bazamuka bagatera Ramoti y'i Gilihadi.

[3]Akabu, umwami w'Abayisraheli, abaza Yozafati, umwami w'Abayuda, ati «Waza
tukajya kurwana i Ramoti y'i Gilihadi?» Aramusubiza ati «Nta tandukaniro ryawe
nanjye, ingabo zanjye ni zo zawe, tuzatabarana mu ntambara.»

### Abahanuzi ba Akabu bahanura ugutsinda
(1 Bami 22,5–12)

[4]Yozafati yongera kubwira umwami wa Israheli, ati «Banza ugishe inama Uhoraho.»

[5]Umwami wa Israheli akoranya abahanuzi bagera kuri magana ane, maze arababaza
ati «Nzikore njye gutera Ramoti y'i Gilihadi, cyangwa nzarorere?» Baramusubiza bati
«Hatere, Imana yahagabije umwami».

[6]Yozafati arabaza ati «Nta muhanuzi w'Uhoraho ukiri hano ngo tumubaze?»

[7]Umwami wa Israheli asubiza Yozafati, ati «Haracyari umuntu twabasha kugishaho
inama y'Uhoraho, ariko jye ndamwanga kuko atampanurira ibyiza, keretse ibibi: ni
uwitwa Mikayehu mwene Yimila.» Yozafati aramubwira ati «Mwami, wivuga utyo!»

[8]Umwami wa Israheli ahamagara umwe mu byegera bye, amutegeka agira ati «Ihute,
uzane Mikayehu mwene Yimila!»

[9]Umwami w'Abayisraheli n'umwami w'Abayuda bari ku karubanda ku irembo rya
Samariya, bambaye imyambaro yabo ya cyami, bicaye ku ntebe zabo za cyami, buri
wese ku ye. Abahanuzi bose bahanurira imbere yabo.

[10]Sidikiyahu mwene Kenahana wari wicuriye amahembe y'ibyuma aravuga ati
«Uhoraho aravuze ngo: Aya mahembe uzayakubitisha Abaramu kugeza ubwo
bashira.»

[11]Nuko abahanuzi bose bahanura batyo, bagira bati «Tabara, utere Ramoti y'i
Gilihadi, uzatsinda! Uhoraho azayigabiza umwami.»

### Umuhanuzi Mikayehu ahanura ugutsindwa
(1 Bami 22,13–28)

[12]Intumwa yari yagiye guhamagara Mikayehu iramubwira iti «Dore abahanuzi bose
bahuje amagambo ahanurira umwami ibyiza. Ntuze kunyuranya na bo, uhanure
ibyiza!»

[13]Mikayehu aramusubiza ati «Ndahiye Uhoraho, icyo Imana yanjye imbwira, ni cyo
mvuga!»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14Ageze imbere y'umwami, umwami aramubaza ati «Mikayehu, dutere Ramoti y'i Gilihadi cyangwa se turorere?» Aramusubiza ati «Nimugende, muzatsinda, barababagabijwe!»

15Umwami aramubwira ati «Nzagusaba na ryari kugira ngo umbwire ukuri konyine mu izina ry'Uhoraho?»

16Mikayehu aramusubiza ati «Nabonye Israheli yose itataniye ku misozi, nk'intama zitagira umushumba. Uhoraho aravuga ati

'Bariya bantu ntibakigira ubategeka: buri muntu wese nasubire iwe mu mahoro!'»

17Umwami wa Israheli abwira Yozafati, ati «Nta bwo nakubwiye ko atampanurira ibyiza, ahubwo ari ibibi?»

18Mikayehu aravuga ati «Noneho umva ijambo ry'Uhoraho. Nabonye Uhoraho atetse ijabiro, ingabo zose zo mu ijuru zimuhagaze iburyo n'ibumoso.

19Uhoraho arabaza ati 'Ni nde uzashukashuka Akabu ngo azamuke atere Ramoti y'i Gilihadi, maze agweyo?' Imwe igasubiza ibyayo, indi na yo ibyayo.

20Nuko haza ingabo imwe ihagarara imbere y'Uhoraho, iravuga iti 'Jyewe nzamushuka.' Uhoraho arayibaza ati 'Uzabigenza ute?'

21Iramusubiza iti 'Nzagenda mpinduke umwuka w'ibinyoma mu kanwa k'abahanuzi be bose.' Uhoraho arayibwira ati 'Uzamushukashuke kandi uzabishobora; genda ugenze utyo!'

22Niba rero Uhoraho yashyize umwuka w'ikinyoma mu kanwa k'abahanuzi bawe, ni uko na we ubwe yakuvuzeho ibyago.»

23Sidikiyahu mwene Kanahana yigira hafi, akubita Mikayehu urushyi; avuga ati «Umwuka w'Uhoraho wanyuze he umvamo ngo uze kuvugisha wowe?»

24Mikayehu aramusubiza ati «Uzabimenya umunsi uzajya uva mu nzu ujya mu yindi ushaka aho wihisha.»

25Umwami wa Israheli aravuga ati «Nimufate Mikayehu, mumushyire Amoni, umutware w'umurwa, na Yowashi, umwana w'umwami;

26maze mubabwire muti 'Umwami aravuze ngo: Nimushyire uyu muntu mu buroko, mujye mumuha umugati n'amazi by'intica ntikize, kugeza ubwo nzatabaruka amahoro'»

27Mikayehu aravuga ati «Nuramuka utabarutse amahoro, Uhoraho azaba ataramvugiyemo.»

## Umwami Akabu agwa ku rugamba

(1 Bami 22,29–40)

28Umwami wa Israheli na Yozafati, umwami wa Yuda, barikora batera i Ramoti y'i


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Gilihadi.

29Umwami wa Israheli abwira Yozafati, ati «Ngiye kwiyoberanya maze njye ku rugamba, naho wowe ambara imyambaro yawe ya cyami.» Umwami wa Israheli ariyoberanya, ajya ku rugamba.

30Umwami w'Abaramu yari yategetse abatware be b'amagare, ati «Ari umuto, ari umukuru, ntimugire uwo murwanya, keretse umwami wa Israheli wenyine.»

31Nuko abatware b'amagare babonye Yozafati, baravuga bati «Ni we mwami wa Israheli nta kabuza.» Baramutangatanga bagira ngo bamurwanye, Yozafati avuza induru. Uhoraho aramutabara, nuko Imana irabamukiza.

32Maze abatware b'amagare babonye ko atari we mwami wa Israheli, bareka kumukurikirana.

33Icyakora umuntu umwe afora umuheto we, apfa kurasa maze ahamya umwami wa Israheli mu ihuriro ry'imyambaro ye y'ibyuma. Umwami ni ko kubwira uwayoboraga igare rye, ati «Hindukiza igare unkure ku rugamba, kuko maze gukomereka.»

34Uwo munsi intambara irushaho gukomera, bituma umwami wa Israheli yiririrwa ahagaze mu igare rye ahateganye n'Abaramu, nuko izuba rigiye kurenga, aratanga.

## Icya kabiri cy'Amateka 19

1Yozafati, umwami wa Yuda, asubira iwe amahoro i Yeruzalemu.

2Yehu mwene Hanani umushishozi aramusanganira, maze abaza umwami Yozafati ati «Mbese byari ngombwa gufasha umugome ukaba wakunda abanzi b'Uhoraho? Ngicyo igitumye Uhoraho akurakarira.

3Nyamara ariko mu byo wakoze harimo bimwe byiza, kuko watwitse inkingi za Ashera zikava mu gihugu kandi ukihatira cyane gushakashaka Uhoraho.»

### Yozafati ashyiraho abacamanza mu gihugu

4Yozafati amara iminsi i Yeruzalemu. Hanyuma yongera kuzenguruka muri rubanda uhereye i Berisheba kugera ku musozi wa Efurayimu, maze imbaga yose ayigarurira Uhoraho, Imana y'abasekuruza babo.

5Ashyiraho n'abacamanza mu gihugu, mu migi yose ikomeye ya Yuda, mbese muri buri mugi.

6Abwira abo bacamanza, ati «Muritondere umurimo wanyu, kuko atari abantu bawubashinze, ahubwo ni Uhoraho ubwe, kandi azaba ari kumwe namwe igihe cyose muzaba muca imanza.

7None rero nimuhorane igitinyiro cy'Uhoraho! Muramenye ibyo mukora, kuko Uhoraho Imana yacu ari indahemuka, intabera kandi ntashukishwa amaturo!»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8 I Yeruzalemu na ho Yozafati ahashyira bamwe mu balevi, mu baherezabitambo no mu batware b'amazu ya Israheli, kugira ngo bahacire imanza mu izina ry'Uhoraho kandi barenganure abaturage b'i Yeruzalemu.

9 Nuko abaha amategeko, agira ati «Dore uko muzakora umurimo wanyu mubifitemo igitinyiro cy'Uhoraho n'umutima uzira ubuhemu n'uburyarya:

10 buri gihe abavandimwe banyu batuye mu migi yabo bazabasanga, baregana ubwicanyi cyangwa bafite impaka izo ari zo zose mu byerekeye amategeko, amabwiriza, amateka cyangwa umuco, muzabanze mubaburire kugira ngo batazacumura kuri Uhoraho maze na we akabarakarira, mwebwe n'abavandimwe banyu. Nimugenza mutyo, ntimuzacumura.

11 Dore kandi, umuherezabitambo mukuru Amariyahu azabayobore mu manza zose zerekeye Uhoraho, naho Zebadiyahu mwene Yishumaheli, umutware w'umuryango wa Yuda, azabayobora mu byerekeye umwami byose; abalevi bazababere abanditsi bo mu nkiko. Nimukomere kandi mukore, kuko Uhoraho ahorana n'abakora neza!»

## Icya kabiri cy'Amateka 20

### Yuda iterwa; isengesho rya Yozafati

1 Nyuma y'ibyo, Abamowabu n'Abahamoni bahagurukana n'Abamawoni, bajya gutera Yozafati.

2 Babimenyesha Yozafati, bavuga bati «Hari igitero kinini kije kukurwanya giturutse muri Edomu hakurya y'inyanja, kandi dore bageze i Hasesoni Tamari, ari yo Eni-Gadi.»

3 Yozafati ashya ubwoba, yiyemeza kugisha inama Uhoraho kandi ategeka Abayuda bose ko basiba kurya.

4 Nuko Abayuda barakorana kugira ngo bambaze Uhoraho; ndetse n'abaturutse mu migi ya kure na bo baza gutabaza Uhoraho.

5 Yozafati ahagararana n'ikoraniro ry'Abayuda, i Yeruzalemu, mu Ngoro y'Uhoraho, imbere y'urugo rushya,

6 maze aravuga ati «Uhoraho, Mana y'abasokuruza bacu, mbese si wowe Mana yo mu ijuru kandi ukanategeka abami bose b'amahanga? Byose ubigengana imbaraga n'ububasha kandi nta n'umwe ushobora kukwigezaho.

7 None se, Mana yacu, si wowe wambuye iki gihugu abari bagituye ubigirira umuryango wawe Israheli, ukakigabira abakomoka ku ncuti yawe Abrahamu, ngo bazakibemo ubuziraherezo?

8 Bagituyemo kandi bakikubakiramo Ingoro ikwiye izina ryawe, bavuga bati

9 'Nihagira icyago kitugwirira, cyaba intambara, igihano, icyorezo cyangwa amapfa,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

tugahagarara imbere y'iyi Ngoro n'imbere yawe kuko izina ryawe riyirimo, maze tukagutakambira mu kababaro kacu, nawe uzatwumve udukize.'

10None ubu Abahamoni, Abamowabu n'Abanyedomu baraduteye. Nyamara igihe abasokuruza bacu bari bavuye mu Misiri, ntiwigeze ubemerera ko banyura mu bihugu byabo, ahubwo wabanyujije indi nzira, ugira ngo iyo miryango batayitsemba.

11Inyiturano yabo ibaye gushyira hamwe ngo batwirukane mu butaka wowe watwihereye!

12Mbese, Mana yacu, ntuzaturenganura? Twebwe ntidushobora kurwanya ziriya ngabo uko zingana kuriya kandi twabuze uko twabigenza. Rero ni wowe duhanze amaso.»

### Uhoraho atsindira Abayuda

13Abayuda bose bari bahagaze imbere y'Uhoraho, ndetse n'abana, abagore n'abahungu babo.

14Nuko igihe bagiteraniye aho umwuka w'Uhoraho uza kuri Yahaziyeli, mwene Zekariyahu, mwene Benaya, Yeweli, mwene Mataniya, wari umulevi wo muri bene Asafu.

15Aravuga ati «Mutege amatwi mwese, muryango w'Abayuda, baturage b'i Yeruzalemu, nawe Mwami Yozafati! Uhoraho aravuze ngo: Mwitinya kandi ntimukurwe imitima na ziriya ngabo zitabarika, kuko atari mwe muzarwana iyi ntambara, ahubwo ni Uhoraho.

16Ejo muzamanuke mubatere. Bo bazaterera ku muzamuko w'i Shishi kandi muzabasanga aho ikibaya giherera, hateganye n'ubutayu bwa Yeruweli.

17Ntimuzaharwanire, ahubwo nimuhagera muzahahagarare maze mwirebere uko Uhoraho azabatsindira intambara. Mwitinya kandi mwikuka umutima, yemwe Bayuda n'ab'i Yeruzalemu! Ejo muzahabasange, Uhoraho azaba ari kumwe namwe.»

18Yozafati arunama akoza uruhanga ku butaka; Abayuda bose n'abaturage b'i Yeruzalemu bikubita imbere y'Uhoraho, bamuramya.

19Abalevi bo mu cyiciro cy'Abakehati n'abo mu cyiciro cy'Abakore bahagurukira guhimbaza Uhoraho, Imana ya Israheli, mu ijwi riranguruye.

20Bukeye, abantu bazinduka kare, basohoka bajya mu butayu bwa Tekowa. Bagiye kugenda, Yozafati arahaguruka, arababwira ati «Nimunyumve, Bayuda namwe baturage b'i Yeruzalemu! Nimwizere Uhoraho Imana yanyu muzabaho! Nimwizera abahanuzi be muzatsinda!»

21Amaze kumvikana na rubanda, ashyiraho abaririmbyi baza kugenda imbere y'ingabo, bambaye imyambaro mitagatifu, nuko bagasingiza Uhoraho, bavuga bati «Nimusingize Uhoraho kuko ubudahemuka bwe buhoraho iteka!»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22 Mu gihe bagitangira ibyo bisingizo byabo, Uhoraho ateza umwiryane Abahamoni n’Abamowabu n’abo ku musozi wa Seyiri bari baje gutera Yuda, basubiranamo bararwana.

23 Abahamoni n’Abamowabu bahindukirana abaturage bo ku musozi wa Seyiri, ngo babarimbure kandi babatsembe. Bamaze kwica abaturage b’i Seyiri basubiranamo ubwabo, bararimburana.

24 Abayuda bageze ku kanunga ahareba mu butayu, baritegereza, babona ingabo zose ari imirambo irambaraye hasi nta n’umwe warokotse.

25 Yozafati n’abantu be bazanwa no kunyaga, bahasanga amatungo menshi, imyambaro n’ibindi bintu by’agaciro. Iminyago yari ihari yari myinshi cyane, ku buryo bahamaze iminsi itatu, na bwo ntibabimaraho.

26 Ku munsi wa kane bateranira mu kibaya kugira ngo bashimire Uhoraho; ni cyo cyatumye aho hantu bahita «ikibaya cy’Umugisha» kugeza n’ubu.

27 Hanyuma Abayuda bose, hamwe n’abantu b’i Yeruzalemu na Yozafati wabagendaga imbere, basubira i Yeruzalemu bishimye kuko Uhoraho yari yabahaye umugisha, abakiza abanzi babo.

28 Binjira i Yeruzalemu bacuranga inanga, bavuza n’amakondera, bagera mu Ngoro y’Uhoraho.

29 Abami bose b’ibihugu bamaze kumva ko Uhoraho yarwanyije abanzi b’Abayisraheli, batinya Imana.

30 Ku ngoma ya Yozafati habayeho ituze kandi Imana ye imuha amahoro mu mpande zose.

### Iherezo ry’ingoma ya Yozafati

(1 Bami 22,41–51)

31 Yozafati mwene Asa yabaye umwami wa Yuda; yimitswe amaze imyaka mirongo itatu n’itatu avutse, kandi amara imyaka makumyabiri ari ku ngoma i Yeruzalemu. Nyina yitwaga Azuba, akaba umukobwa wa Shilihi.

32 Yakurikije ingero za se Asa mu gukora ibitunganiye Uhoraho, ntiyaziteshukaho.

33 Nyamara amasengero y’ahirengeye ntiyavanwaho, kandi umutima wa rubanda wari utarimenyereza gushakashaka Uhoraho, Imana y’abasekuruza babo.

34 Ibindi bigwi bya Yozafati, kuva ku byabanje kugera ku byaherutse, byanditswe mu gitabo cy’Abami ba Israheli.

35 Nyuma y’ibyo, Yozafati umwami wa Yuda yifatanya na Okoziya umwami wa Israheli wari ufite imyifatire mibi.

36 Yifatanya na we kugira ngo babaze amato yo kujya i Tarishishi, bayakorera i

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Esiyoni-Geberi.

37Eliyezeri mwene Dodawahu w'i Maresha, ahanurira Yozafati, agira ati «Kubera ko wifatanyije na Okoziya, Uhoraho ntagushyigikiye mu migambi yawe.» Nuko amato ameneka adashoboye kujya i Tarishishi.

## Icya kabiri cy'Amateka 21

1Yozafati aratanga asanga abasekuruza be, umurambo we ushyingurwa hamwe n'abasekuruza be mu Murwa wa Dawudi. Umuhungu we Yoramu amuzungura ku ngoma.

### Ingoma ya Yoramu (848–841)

(2 Bami 8,16–24)

2Yoramu yari afite abavandimwe batandatu bene Yozafati, ari bo Azariya, Yehiyeli, Zekariyahu, Azariyahu, Mikayeli na Shefatiyahu. Abo bose bari bene Yozafati, umwami wa Israheli.

3Se yari yarabahaye feza na zahabu nyinshi, n'ibintu byinshi by'agaciro, ndetse abaha n'imigi ikomeye muri Yuda, ariko ubwami abuha Yoramu kuko yari imfura ye.

4Yoramu amaze guhabwa ubwami bwa se no gukomera ku ngoma, yahise yicisha inkota abavandimwe be bose, ndetse na bamwe mu batware b'Abayisraheli.

5Yoramu yimitswe amaze imyaka mirongo itatu n'ibiri avutse, kandi amara imyaka munani ari ku ngoma i Yeruzalemu.

6Yakurikije ingeso mbi z'abami ba Israheli, nk'uko abo mu nzu ya Akabu babigenje, kuko yari yarashatse umukobwa wa Akabu.

7Nyamara Uhoraho ntiyashaka kurimbura inzu ya Dawudi kubera isezerano yagiranye na Dawudi, kuko yamusezeranyije kutavana abazamukomokaho ku ntebe y'ubwami i Yeruzalemu.

8Ku gihe cye, Edomu igomera Yuda, yiyimikira uwayo mwami.

9Yoramu ajyayo ari kumwe n'abatware be n'amagare ye yose. Abyutse mu gicuku atsinda Abanyedomu bari bamugose, we n'abatware be b'amagare.

10Nyamara Abanyedomu bakomeje kugomera Abayuda kugeza n'ubu. Icyo gihe kandi ni bwo na Libuna yamugomeye, kuko yari yarataye Uhoraho, Imana y'abasekuruza be.

11Ndetse yubaka n'amasengero y'ahirengeye mu migi ya Yuda, akururira abaturage b'i Yeruzalemu ubusambanyi kandi agusha Abayuda mu ngeso mbi.

12Umuhanuzi Eliya amwandikira, agira ati «Uhoraho, Imana ya so Dawudi aravuze ngo: Kubera ko utagendeye mu nzira za so Yozafati n'iza Asa, umwami wa Yuda,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13ahubwo ukaba waragendeye mu nzira z'abami ba Israheli kandi ukaba warakururiye Abayuda n'abatware b'i Yeruzalemu ubusambanyi, nk'uko ab'inzu ya Akabu babigenje, ndetse ukaba warishe abavandimwe bawe bo mu nzu ya so, n'ubwo bakurushaga umutima,

14dore Uhoraho agiye guteza ibyago mu bantu bawe, mu bana bawe no mu bagore bawe, maze akunyage n'ibintu byawe byose.

15Kandi nawe ubwawe uzafatwa n'indwara zikomeye, uzarwara mu mara urusheho kumererwa nabi kugeza ubwo uzazana amagara.»

16Nuko Uhoraho ahagurutsa Abafilisiti n'Abarabu baturanye n'Abakushi kugira ngo batere Yoramu.

17Batera Yuda barahinjira, maze banyaga ibintu byose byo mu ngoro y'umwami, ndetse n'abahungu be n'abagore be, ntiyagira umuhungu asigarana uretse Okoziya w'umuhererezi.

18Nyuma y'ibyo byose, Uhoraho amuteza indwara itavurwa yo mu mara.

19Hashira iminsi maze bigeze mu mpera z'umwaka wa kabiri azana amagara, bituma apfa yibutse amagara. Abantu be ntibamucanira umuriro nk'uko bawucaniraga abasekuruza be.

20Yoramu yimye ingoma amaze imyaka mirongo itatu n'ibiri avutse kandi amara imyaka munani ku ngoma i Yeruzalemu. Aratanga ntibamuririra, maze umurambo we ushyingurwa mu Murwa wa Dawudi, ariko atari mu mva z'abami.

## Icya kabiri cy'Amateka 22

### Ingoma ya Okoziya (841)

(2 Bami 8,25–29; 9,27–29)

1Abaturage b'i Yeruzalemu bimika Okoziya umuhungu wa Yoramu w'umuhererezi kugira ngo amuzungure ku ngoma, kuko bakuru be bose bari barishwe na cya gitero cy'ingabo cyazanye n'Abarabu bateye ingando. Nuko Okoziya mwene Yoramu, umwami wa Yuda, aba ari we uba umwami.

2Okoziya yimitswe amaze imyaka mirongo ine n'ibiri avutse, amara umwaka umwe ari ku ngoma i Yeruzalemu. Nyina yitwaga Ataliya, akaba umukobwa wa Omari.

3Na we yakurikije ingeso z'abo mu muryango wa Akabu, kuko nyina yamugiraga inama mbi.

4Akora ibidatunganiye amaso y'Uhoraho nk'uko byakorwaga n'abo mu muryango wa Akabu, kuko abo bantu ari bo babaye abajyanama be se amaze gupfa, bakamukururira ibyago.

5Ndetse muri uko kumvira inama zabo ni bwo yajyanye na Yoramu, umwami wa

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Israheli, mwene Akabu, bajya i Ramoti y'i Gilihadi kurwana na Hazayeli, umwami w'Abaramu. Ariko Abaramu bakomeretsa Yoramu,

6agaruka i Yizireyeli kwivuza ibikomere yari yaterewe i Ramoti igihe yarwanaga na Hazayeli, umwami w'Abaramu. Nuko Okoziya mwene Yoramu, umwami wa Yuda, aramanuka ajya i Yizireyeli gusura Yoramu mwene Akabu wari warakomeretse.

7Uko gusura Yoramu, Uhoraho yaragushatse ngo kubere Okoziya impamvu yo kurimburwa. Akigerayo yamanukanye na Yoramu bajya gutera Yehu mwene Nimushi, uwo Uhoraho yari yarimikishije amavuta kugira ngo azarimbure umuryango wa Akabu.

8Nuko mu gihe Yehu akirangiza urwo rubanza Uhoraho yaciriye umuryango wa Akabu, ahura n'abatware b'Abayuda n'abana b'abavandimwe ba Okoziya, na bo arabica bose.

9Ashakisha Okoziya, bamufatira i Samariya aho yari yihishe, bamushyira Yehu, aramwica. Baramuhamba kuko bavugaga bati «Ni mwene Yozafati washakaga Uhoraho n'umutima we wose!» Nta muntu n'umwe wo mu muryango wa Okoziya washoboye kumusimbura ku ngoma.

### Ataliya yiha ubutegetsi

(2 Bami 11,1–3)

10Ataliya, nyina wa Okoziya, abonye ko umuhungu we apfuye, yiyemeza kwicisha abakomoka bose mu muryango w'umwami wa Yuda.

11Ariko Yehosheba, umukobwa w'umwami Yoramu, afata Yowasi mwene Okoziya, amuvana mu bana b'umwami bagombaga kwicwa. Nuko amujyanana n'umurezi we, abashyira mu nzu bararagamo. Bityo Yehosheba, umukobwa w'umwami Yoramu, wari umugore w'umuherezabitambo Yehoyada akaba na mushiki wa Okoziya, aba amuhishe Ataliya, ntiyamubona ngo amwice.

12Umwana ahagumana na bo imyaka itandatu, ahishe mu Ngoro y'Imana; icyo gihe Ataliya ni we wategekaga igihugu.

## Icya kabiri cy'Amateka 23

### Ingoma ya Yowasi (835–796)

(2 Bami 11,4–20)

1Mu mwaka wa karindwi, Yehoyada yiyemeza gukoranya abatware b'abasirikare, ari bo Azariyahu mwene Yerohamu, Yishumaheli mwene Yehohanani, Azariyahu mwene Obedi, Maseyahu mwene Adayahu, na Elishafati mwene Zikuri, kugira ngo bagirane isezerano.

2Bazenguruka igihugu cya Yuda kandi bakoranya abalevi bo mu migi yose ya Yuda, hamwe n'abatware b'amazu y'Abayisraheli, hanyuma basubirana na bo i Yeruzalemu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Ikoraniro ryose rigirana isezerano n'umwami mu Ngoro y'Imana. Nuko Yehoyada arababwira ati «Nguyu umwana w'umwami! Agomba kwima ingoma nk'uko Uhoraho yabivuze ku byerekeye bene Dawudi.

4Dore ibyo mugiye gukora: kimwe cya gatatu cyanyu, abaherezabitambo n'abalevi mushinzwe imirimo yo ku isabato, muzacunga amarembo;

5ikindi kimwe cya gatatu kizarinda ingoro y'umwami, n'icya gatatu gisigaye kizabe ku irembo ry'urufatiro; naho rubanda rwose, bo bazaba mu bikari by'Ingoro y'Uhoraho.

6Ntihazagire umuntu winjira mu Ngoro y'Uhoraho uretse abaherezabitambo n'abalevi bari ku kazi; bo bazashobora kuyinjiramo kuko batagatifujwe; naho abandi bose bazubahiriza itegeko ry'Uhoraho ribibabuza.

7Abalevi bazakikiza umwami, buri wese afite intwaro mu ntoki; uzashaka kwinjira mu Ngoro y'Uhoraho muzamwice. Muzahore mushagaye umwami aho agiye hose.»

8Abalevi n'Abayuda bose bubahiriza ibyo bategetswe n'umuherezabitambo Yehoyada byose. Buri wese afata abantu be, ari abashinzwe imirimo yo ku isabato, ari n'abayivaho, kuko umuherezabitambo Yehoyada nta cyiciro yari yarasezereye.

9Hanyuma Yehoyada aha abatware b'abasirikare amacumu n'ingabo nini n'intoya umwami Dawudi yari yarabitse mu Ngoro y'Imana.

10Ashyiraho abantu bose bo gukikiza umwami, buri wese afite intwaro mu ntoki, kuva mu ruhande rw'iburyo rw'Ingoro y'Uhoraho kugera ku urw'ibumoso, imbere y'urutambiro n'imbere y'Ingoro, kugira ngo baze gukikiza umwami.

11Nuko basohora umwana w'umwami, bamwambika ikamba ry'ubwami n'ibindi biburanga maze baramwimika. Yehoyada n'abahungu be bamusiga amavuta biyamirira, bavuga bati «Umwami aragahoraho!»

12Ataliya yumvise urusaku rw'abantu birukaga kandi basingiza umwami, agenda abasanga aho bari mu Ngoro y'Uhoraho.

13Aritegereza, abona umwami ahagaze hafi y'inkingi yo ku rwinjiriro; abona abatware n'abavuza amakondera bari iruhande rw'umwami, ndetse n'abantu bose bishimye kandi bavuza amakondera, naho abaririmbyi bacuranga ibyuma byabo kandi bayobora indirimbo zo gushimira. Nuko Ataliya ashishimura imyambaro ye asakuza, ati «Ubugambanyi! Ubugambanyi!»

14Umuherezabitambo Yehoyada ategeka abatware b'abasirikare bafite intwaro, agira ati «Nimumusohore mumucishe hagati muri rubanda! Kandi nihagira umukurikira yicishwe inkota!» Koko rero, umuherezabitambo yari yaravuze ati «Ntimumwicire mu Ngoro y'Uhoraho.»

15Bafata Ataliya, bamunyuza mu irembo amafarasi yanyuragamo, bamugejeje ku

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ngoro y'umwami, bamutsinda aho.

16Yehoyada yifatanyije n'umwami n'umuryango wose, agirana isezerano n'Uhoraho
kugira ngo umuryango uzabe uw'Uhoraho.

17Nuko imbaga yose y'abantu ijya ku ngoro ya Behali, barayisenya, bamenagura
intambiro ze n'amashusho ye, na Mataniya, umuherezabitambo wa Behali,
bamwicira imbere y'intambiro.

18Hanyuma Ingoro y'Uhoraho, Yehoyada ayirindisha abaherezabitambo n'abalevi.
Koko kandi, ni bo Dawudi yari yarashinze gutunganya imirimo yo mu Ngoro
y'Uhoraho kugira ngo bajye bahaturira ibitambo bitwikwa bishimye, kandi
baharirimbire bakurikije ibyanditswe mu mategeko ya Musa, n'ibyo Dawudi
yababwirije.

19Yehoyada ashyira abarinzi ku marembo y'Ingoro y'Uhoraho kugira ngo hatazagira
uyinjiramo atisukuye.

20Afata abatware b'abasirikare, abanyacyubahiro n'abategekaga rubanda,
n'abaturage bose, nuko bavana umwami mu Ngoro y'Uhoraho, binjira mu ngoro
y'umwami banyuze mu irembo rikuru, maze bamwicaza ku ntebe y'ubwami.

21Abantu bose baranezerwa kandi umurwa uguma mu ituze. Ataliya we bari
bamwicishije inkota.

## Icya kabiri cy'Amateka 24

### Yowasi asanisha Ingoro y'Uhoraho

(2 Bami 12,1–17)

1Yowasi yimitswe amaze imyaka irindwi avutse, kandi amara imyaka mirongo ine ari
ku ngoma i Yeruzalemu. Nyina yitwaga Sibiya w'i Berisheba.

2Yowasi akora ibitunganiye Uhoraho mu gihe cyose umuherezabitambo Yehoyada
yari akiriho.

3Yehoyada ashyingira Yowasi abagore babiri, babyarana abahungu n'abakobwa.

4Nyuma y'ibyo Yowasi ashaka gusana Ingoro y'Uhoraho.

5Akoranya abaherezabitambo n'abalevi, arababwira ati «Mujye mu migi yose yo muri
Yuda, mwake Abayisraheli bose feza yo kuzajya musana Ingoro y'Imana yanyu uko
umwaka utashye, kandi muzabigire vuba!» Ariko abalevi ntibabigira vuba.

6Umwami atumira umuherezabitambo Yehoyada, aramubaza ati «Kuki utategetse
abalevi ngo bake Abayuda n'abaturage b'i Yeruzalemu umusoro ugenewe Ihema
ry'ibonaniro, Musa, umugaragu w'Imana, n'ikoraniro ry'Abayisraheli bari
bariyemeje gutanga?

7Kuko Ataliya, wa mugome, n'abahungu be bangije Ingoro y'Imana, ndetse n'ibintu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

byose byeguriwe Ingoro y'Uhoraho bakabitura Behali.»

8Umwami ategeka ko babaza isanduku bakayishyira imbere y'irembo ry'Ingoro y'Uhoraho.

9Nuko bagatangaza muri Yuda n'i Yeruzalemu ko bagomba kuzanira Uhoraho umusoro Musa, umugaragu w'Imana, yategetse Abayisraheli bari mu butayu.

10Abatware n'abantu bose barishima, bazana feza bayishyira mu isanduku kugeza ubwo bayuzuza.

11Iyo igihe cyabaga kigeze, iyo sanduku abalevi barayizanaga bakayishyikiriza abagenzuzi b'umwami. Naho bo, iyo basangaga irimo feza nyinshi, umwanditsi w'umwami n'umufasha w'umuherezabitambo mukuru barazaga; feza yose bakayimaramo, hanyuma ya sanduku bakayijyana bakayisubiza mu mwanya wayo. Babigenzaga batyo buri munsi, nuko babona feza nyinshi.

12Umwami na Yehoyada baziha abakoreshaga imirimo yo ku Ngoro y'Uhoraho, kimwe n'abacuraga ibyuma n'imiringa bagira ngo basane Ingoro y'Uhoraho.

13Abo bakozi barakora, umurimo urabatunganira; nuko Ingoro y'Imana isubira uko yari imeze, barayikomeza.

14Barangije bazanira umwami na Yehoyada feza zari zisigaye, nuko baziguramo ibikoresho bigenewe Ingoro y'Uhoraho, ari na byo bifashishaga mu gutura ibitambo bitwikwa, banaziguramo inzabya n'ibindi bikozwe muri zahabu na feza. Nuko bakajya baturira ibitambo bitwikwa mu Ngoro y'Uhoraho ubutitsa, mu gihe cyose Yehoyada yari akiriho.

### Yowasi acumura ku Mana

15Yehoyada arasaza, agera mu zabukuru, hanyuma arapfa; yapfuye amaze imyaka ijana na mirongo itatu avutse.

16Bamushyingura mu Murwa wa Dawudi hamwe n'abami, kuko yari yarakoreye neza Abayisraheli, akubaha Imana n'Ingoro y'Uhoraho.

17Nyuma y'urupfu rwa Yehoyada, abatware b'Abayuda baraza baramya umwami, na we arabumva.

18Batererana Ingoro y'Uhoraho, Imana y'abasekuruza babo, maze baramya inkingi zeguriwe ibigirwamana n'amashusho yabyo. Icyo gicumuro gituma Uhoraho arakarira Abayuda na Yeruzalemu.

19Abohereza abahanuzi ngo babumvishe ko bakwiye kugarukira Uhoraho, ariko babima amatwi.

20Nuko umwuka w'Imana uza kuri Zekariya mwene Yehoyada, umuherezabitambo Zekariya ahagarara imbere ya rubanda, arababwira ati «Imana iravuze ngo: Ni iki

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

cyatumye muca ku mategeko y'Uhoraho kandi mubona nta cyo bibagezaho? Kubera ko mwirengagije Uhoraho, na we arabatereranye!»

21Uwo muhanuzi baramugambanira, bamuterera amabuye ku muharuro w'Ingoro y'Uhoraho, babitegetswe n'umwami.

22Umwami Yowasi yirengagiza atyo ineza Yehoyada yamugiriye, maze yica umuhungu we! Mu isamba rye, Zekariya aravuga ati «Uhoraho nabirebe kandi azabikuryoze!»

### Iherezo ry'ingoma ya Yowasi

(2 Bami 12,18–22)

23Umwaka utashye, ingabo z'Abaramu zizamuka gutera Yowasi. Nuko zigera muri Yuda n'i Yeruzalemu, zica abatware bose ba rubanda, maze zoherereza umwami w'i Damasi iminyago yose.

24N'ubwo ingabo z'Abaramu zari nke, Uhoraho azigabiza abazirushaga ubwinshi kuko bari baratereranye Uhoraho, Imana y'abasekuruza babo. Naho Yowasi, ingabo z'Abaramu zimugirira nkana,

25zimusiga ameze nabi cyane. Abagaragu be baramugambanira kubera amaraso y'umuhungu w'umuherezabitambo Yehoyada yavushije, maze bamwicira ku buriri bwe. Amaze gutanga, umurambo we bawushyingura mu Murwa wa Dawudi ariko atari mu mva z'abami.

26Abamugambaniye ni aba: ni Zabadi mwene Shimeyati w'Umuhamoni, na Yehozabadi mwene Shimirita w'Umumowabukazi.

27Abana be, ibyo abahanuzi benshi bamwihanangirijeho, ibyerekeye isanwa ry'Ingoro y'Uhoraho, ibyo byose byanditswe mu gitabo cy'Ibyakozwe n'Abami. Nuko Umuhungu we Amasiya amuzungura ku ngoma.

## Icya kabiri cy'Amateka 25

### Ingoma ya Amasiya (796–781)

(2 Bami 14,1–7)

1Amasiya yimitswe amaze imyaka makumyabiri avutse, kandi amara imyaka makumyabiri n'icyenda ari ku ngoma i Yeruzalemu. Nyina yitwaga Yehodana w'i Yeruzalemu.

2Yakoze ibitunganiye Uhoraho, n'ubwo atamugaragiye n'umutima we wose.

3Ubwami bwe bumaze gukomera, yahoye ba bagaragu be bari barishe se, umwami Yowasi.

4Ariko abana babo ntiyabishe, nk'uko byari byanditswe mu gitabo cy'Amateka ya Musa, aho Uhoraho yatanze iri tegeko, agira ati *«Ababyeyi ntibazahorwa abana babo, n'abana ntibazahorwa ababyeyi babo, ahubwo buri weseazazira icyaha yakoze ku giti*

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

*cye.»*

5Amasiya akoranya Abayuda, maze akurikije amazu ya Yuda n'aya Benyamini, ashyiraho abatware bategekaga igihumbi n'ab'ijana. Abarura abari bamaze imyaka makumyabiri bavutse n'abari bayirengeje, abona abantu ibihumbi magana atatu b'intwari bashobora kujya ku rugamba bitwaje amacumu n'ingabo.

6Byongeye yumvikana n'abagabo b'intwari bo muri Israheli ibihumbi ijana, abaha amatalenta ijana ya feza kugira ngo bajye bamurwanirira.

7Ariko umuntu w'Imana aza kumubwira, ati «Mwami, ntuzajyane na ziriya ngabo z'Abayisraheli, kuko Uhoraho atari kumwe na bo, ntanabe kumwe na bene Efurayimu bose!

8Koko rero, nimujyana, n'ubwo warwana ushyizeho umwete, Imana izakwambura imbaraga imbere y'abanzi bawe, kuko Imana ari yo ifite imbaraga zo gutabara no gutsinda.»

9Amasiya abaza umuntu w'Imana, ati «Bigende bite kuri ya matalenta ijana nahaye ingabo z'Abayisraheli?» Umuntu w'Imana arasubiza ati «Uhoraho afite ibyo yaguha biruta ibyo!»

10Nuko Amasiya asezerera ingabo zari zaturutse muri Efurayimu ngo zisubirire iwabo. Ariko abo bantu barakarira cyane Abayuda, basubira iwabo barakaye cyane.

11Amasiya amaze gukomera bihagije, ajyana abantu be mu kibaya cy'Umunyu maze aharwanira n'abagabo ibihumbi cumi bo muri bene Seyiri arabatsinda.

12Abayuda bafata mpiri abagabo ibihumbi cumi, babajyana hejuru y'urutare, maze babamanurana ingufu ku rutare, bose baravunagurika.

13Naho za ngabo za Amasiya yabujije gutabarana na we, zo zitera imigi ya Yuda kuva i Samariya kugera i Betihoroni, ziyicamo abagabo ibihumbi bitatu maze zitwara iminyago myinshi cyane.

14Amasiya atabarutse amaze gutsinda Abanyedomu, agarura ibigirwamana bya bene Seyiri, abigira imana ze, arabiramya kandi abitwikira imibavu.

15Nuko Uhoraho arakarira Amasiya, amutumaho umuhanuzi kumubaza ati «Kuki usenga imana za bariya bantu zitashoboye kukuvana abantu bazo mu nzara?»

16Akimubwira ibyo, Amasiya aramuzibya ati «Mbese twigeze tugutorera kuba umujyanama w'umwami? Ceceka, niba udashaka gukubitwa!» Umuhanuzi araceceka, ariko aravuga ati «Nzi ko Imana yiyemeje kukuvanaho kuko wakoze biriya kandi ukaba utumvise inama yanjye.»

### Amasiya atsindwa na Yowasi, umwami wa Israheli

(2 Bami 14,8–14)

17Amasiya, umwami wa Yuda, yigira inama maze yohereza intumwa kuri Yowasi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mwene Yowakazi, mwene Yehu, umwami wa Israheli, kumubwira ziti «Ngwino turwane!»

18Yowasi, umwami wa Israheli, na we atuma kuri Amasiya, umwami wa Yuda, agira ati «Igitovu cy'i Libani cyatumye ku giti cya sederi cy'i Libani ngo 'Shyingira umukobwa wawe umuhungu wanjye'. Ariko inyamaswa yo mu ishyamba ry'i Libani iribata icyo gitovu.

19None nawe uti 'Natsinze Edomu', bikaba biguteye kwitera hejuru! Ikuze ariko wigumire iwawe. Kuki ushaka kwihamagarira icyago uzagwamo, ukoreka n'imbaga y'Abayuda bose hamwe?»

20Ariko Amasiya amwima amatwi; koko rero, ibyo byari biturutse ku Mana yashakaga kubagabiza Yowasi bitewe n'uko bari bihaye kwohoka ku mana z'Abanyedomu.

21Yowasi, umwami wa Israheli, arazamuka, arwanira na Amasiya, umwami wa Yuda, i Betishemeshi yo muri Yuda.

22Abayuda baneshwa n'Abayisraheli, maze bahunga buri wese agana mu ihema rye.

23Yowasi, umwami wa Israheli, afatira i Betishemeshi Amasiya, mwene Yowasi, mwene Okoziya, umwami wa Yuda, hanyuma amujyana i Yeruzalemu. Nuko Yowasi asenya inkike z'amabuye z'i Yeruzalemu, kuva ku Irembo ry'Iguni, kugeza ku Irembo ry'Imfuruka, azicamo icyuho cy'imikono magana ane.

24Afata zahabu yose na feza, n'ibintu byose byari mu Ngoro y'Uhoraho birinzwe na Obededomu, atwara umutungo wo mu ngoro y'umwami; ndetse no mu bantu anyagamo bamwe, abatwaraho ingwate, hanyuma yisubirira i Samariya.

### Iherezo ry'ingoma ya Amasiya

25Amasiya mwene Yowasi, umwami wa Yuda, yamaze n'indi myaka cumi n'itanu nyuma y'itanga rya Yowasi mwene Yowakazi, umwami wa Israheli.

26Ibindi bigwi bya Amasiya, kuva ku byabanje kugera ku byaherutse, ntibyanditswe se mu gitabo cy'Abami ba Yuda n'aba Israheli?

27Kuva ubwo Amasiya yari agitangira kugomera Uhoraho, i Yeruzalemu batangira kumugambanira. Nuko ahungira i Lakishi; ariko bamukurikiza abantu, barahamwicira.

28Umurambo we bawuhekesha amafarasi, bajya kuwushyingura hamwe n'abasekuruza be mu Murwa wa Dawudi.

## Icya kabiri cy'Amateka 26

### Ingoma ya Hoziya (781–740)

(2 Bami 14,21–22 ; 15,1–3)

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1 Abayuda bose bafata Hoziya wari umaze imyaka cumi n'itandatu avutse, bamwimikira kuzungura se Amasiya ku ngoma.

2 Ni we wubatse Elati ayisubiza Abayuda, umwami amaze gutanga no gusanga abasekuru be.

3 Hoziya yimitswe amaze imyaka cumi n'itandatu avutse, amara imyaka mirongo itanu n'ibiri ari ku ngoma i Yeruzalemu. Nyina yitwaga Yekoliyahu w'i Yeruzalemu.

4 Yakoze ibitunganiye Uhoraho, nk'uko se Amasiya yabigenje.

### Hoziya aba indacumura, nyuma agahemukira Imana

5 Hoziya ashakashaka Imana mu gihe cyose Zekariya wamutozaga kubaha Imana yari akiriho; kandi mu gihe cyose ataretse kwizera Uhoraho, Imana yamuhaye umugisha.

6 Atera Abafilisiti maze asenya inkike z'amabuye z'i Gati, iz'i Yabune n'iz'i Ashidodi, hanyuma yubaka imigi mu karere ka Ashidodi no mu Bafilisiti.

7 Imana iza kumutabara ubwo yarwanaga n'Abafilisiti, n'Abarabu batuye i Guribehali, n'Abamewuni.

8 Abahamoni baha Hoziya amakoro, maze aramamara kugera ku mipaka ya Misiri, kuko yari akomeye cyane.

9 Hoziya yubaka iminara i Yeruzalemu, ku irembo ry'Imfuruka, ku irembo ry'Ikibaya no ku ry'Iguni, kandi arayikomeza.

10 Hanyuma yubaka iminara mu butayu, afukura n'amariba menshi, kuko yari afite amatungo menshi mu kibaya no mu mirambi, no ku misozi akahagira abahinzi benshi bitaga ku mirima ye, ku mizabibu ye no ku biti bye by'imbuto; koko rero yakundaga iby'ubuhinzi.

11 Hoziya yari afite ingabo nyinshi zishoboye gushoza urugamba; zari zigabanyijemo imitwe hakurikijwe umubare w'ibarura ryakozwe n'umunyamabanga Yeweli n'umutware Maseyahu; zose zategekwaga na Hananiyahu, umwe mu batware b'umwami.

12 Abatware b'amazu y'izo ngabo z'intwari bose hamwe bari ibihumbi bibiri na magana atandatu.

13 Ni bo bategekaga ingabo ibihumbi magana atatu na birindwi na magana atanu z'intwari zashyigikiraga umwami ku rugamba.

14 Muri buri ntambara, Hoziya yabateguriraga ingabo, amacumu, ingofero n'imyambaro yo mu gituza y'ibyuma, akabateganyiriza n'imiheto n'amabuye y'imihumetso.

15 I Yeruzalemu ahakorera imashini zahimbiwe gushyirwa ku minara no ku maguni y'inkike zashoboraga kurasa imyambi n'amabuye manini. Yabaye icyamamare bigera


© 2012, Bible Society of Rwanda.

no mu bihugu bya kure, kuko Imana yabimufashijemo bitangaje, ikamukomeza cyane.

16Nyamara ariko yamaze gukomera, arirata, ararengwa maze acumurira Uhoraho, Imana ye; nuko yinjira mu Ngoro y'Uhoraho ngo atwikire imibavu ku rutambiro rw'imibavu.

17Umuherezabitambo Azariyahu yinjira amukurikiye, aherekejwe n'abaherezabitambo b'Uhoraho mirongo inani b'intwari.

18Babuza umwami Hoziya, bamubwira bati «Si umurimo wawe, Hoziya, wo gutwikira imibavu Uhoraho, ahubwo ni uw'abaherezabitambo bene Aroni batagatifurijwe ayo maturo ! Sohoka mu Ngoro, kuko wacumuye kandi si byo bizaguhesha agaciro imbere y'Uhoraho Imana!»

19Hoziya akaba yari afite icyotezo mu ntoki yosa imibavu, nuko ararakara. Ako kanya ibibembe bisesa mu ruhanga rwe, abaherezabitambo babibona, akiri aho ngaho mu Ngoro y'Uhoraho, iruhande rw'urutambiro rw'imibavu.

20Umuherezabitambo mukuru Azariyahu n'abaherezabitambo bose baramwitegereza, nuko babona yasheshe ibibembe mu ruhanga! Bahita bamwirukana aho ngaho, na we ubwe yihutira gusohoka kuko Uhoraho yari yamuhannye.

### Iherezo ry'ingoma ya Hoziya

(2 Bami 15,5–7)

21Umwami Hoziya akomeza kubemba kugeza ubwo atanze. Muri icyo gihe cyose yari arwaye ibibembe bamuhaye akato atura mu nzu ye ya wenyine, acibwa mu Ngoro y'Uhoraho. Ubwo umuhungu we Yotamu wari ushinzwe iby'ingoro y'umwami, aba ari we utegeka igihugu.

22Ibindi bigwi bya Hoziya, kuva ku byabanje kugera ku byaherutse, byanditswe n'umuhanuzi Izayi mwene Amosi.

23Hoziya aratanga, asanga abasekuruza be; umurambo we bawushyingura hamwe na bo mu irimbi ry'abami, ariko ntibawushyira mu mva zabo kuko bavugaga bati «Ni umubembe!» Umuhungu we Yotamu amuzungura ku ngoma.

## Icya kabiri cy'Amateka 27

### Ingoma ya Yotamu (740–736)

(2 Bami 15,32–38)

1Yotamu yimitswe amaze imyaka makumyabiri n'itanu avutse, amara imyaka cumi n'itandatu ari ku ngoma i Yeruzalemu. Nyina yitwaga Yerusha akaba umukobwa wa Sadoki.

2Yakoze ibitunganiye Uhoraho nk'uko se Hoziya yabigenje. Icyakora ntiyigeze yinjira

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mu Ngoro y'Uhoraho, kandi abantu bakomeje imigenzereze yabo mibi.

3 Ni we wubatse Irembo Rikuru ry'Ingoro y'Uhoraho, akomeza n'inkike za Ofeli.

4 Yubatse imigi mu misozi ya Yuda, yubaka ibigo n'iminara mu mashyamba.

5 Ni we warwanyije umwami w'Abahamoni aramutsinda; uwo mwaka Abahamoni bamutura amatalenta ijana ya feza, ibigega ibihumbi cumi by'ingano, n'ibindi bihumbi cumi bya za bushoki. No mu mwaka wa kabiri n'uwa gatatu ni nk'ibyo bamutuye.

6 Yotamu arakomera cyane, kuko yagenderaga mu nzira zitunganiye Uhoraho, Imana ye.

7 Ibindi bigwi bya Yotamu, intambara yarwanye n'ibyo yakoze byose, byanditswe mu gitabo cy'Abami ba Israheli n'aba Yuda.

8 Yimitswe amaze imyaka makumyabiri n'itanu avutse kandi amara imyaka cumi n'itandatu ari ku ngoma i Yeruzalemu.

9 Yotamu aratanga asanga abasekuruza be; umurambo we ushyingurwa mu Murwa wa Dawudi. Umuhungu we Akhazi amuzungura ku ngoma.

## Icya kabiri cy'Amateka 28

### Ingoma ya Akhazi (736–716)

(2 Bami 16,1–6)

1 Akhazi yimitswe amaze imyaka makumyabiri avutse, amara imyaka cumi n'itandatu ari ku ngoma i Yeruzalemu. Ntiyakoze ibitunganiye Uhoraho nk'uko sekuruza Dawudi yabikoze.

2 Ahubwo yakurikije inzira mbi z'abami ba Israheli, ndetse acurisha amashusho yo kubahiriza za Behali.

3 We ubwe yatwikiye imibavu mu kibaya cya Bene-Hinomi kandi atwika n'abahungu be ho igitambo akurikije amahano y'abanyamahanga Uhoraho yari yarirukanye imbere y'Abayisraheli.

4 Aturira ibitambo kandi atwikira imibavu mu masengero y'ahirengeye, ku misozi, no mu nsi y'igiti cyose kibisi.

5 Uhoraho, Imana ye, amugabiza umwami w'Abaramu, baramunesha, bamunyaga abantu benshi babajyana ari imbohe i Damasi. Agabizwa kandi umwami wa Israheli, na we aramutsinda bikomeye.

6 Peka, mwene Remaliyahu, yica mu munsi umwe Abayuda ibihumbi makumyabiri b'intwari ku rugamba, kuko bari bataye Uhoraho, Imana y'abasekuruza babo.

7 Zikuri, umugabo w'imbaraga wo muri bene Efurayimu, yica Maseyahu umwana

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

w'umwami, na Azurikamu, umunyarugo we, na Elikana, wari wungirije umwami.

8Abayisraheli banyaga mu bavandimwe babo abantu ibihumbi magana abiri, barimo abagore, abahungu n'abakobwa, babanyaga n'ibindi byinshi babijyana i Samariya.

9Aho hari umuhanuzi w'Uhoraho witwaga Odedi. Nuko arasohoka asanganira ingabo zari zigeze i Samariya, araziburira ati «Dore Uhoraho, Imana y'abasokuruza banyu, yarakariye Abayuda bituma ababagabiza, kandi mwabishemo benshi, murabarakarira cyane, bigera mu ijuru!

10None ubu murashaka ko abo Bayuda n'ab'i Yeruzalemu bababera abagaragu n'abaja! Ntimwiyumvira se ko ubu ari mwebwe mucumura kuri Uhoraho, Imana yanyu?

11Nimunyumvire nonaha, murekure imfungwa mwafashe mu bavandimwe banyu, kuko Uhoraho abarakariye birushijeho.»

12Mu batware b'Abefurayimu hahaguruka abantu bamwe, ari bo Azariyahu mwene Yehohanani, Berekiyahu mwene Meshilemoti, Yehizikiyahu mwene Shalumi na Amasa mwene Hadulayi, nuko batangira gutonganya abari bavuye mu ntambara,

13barababwira bati «Izo mfungwa ntimuzizane hano, kuko twaba ducumuye kuri Uhoraho! Murashaka se kongera ibyaha byacu n'amakosa yacu, kandi twarakoze ibitabarika bigatuma Uhoraho arakarira Israheli bikomeye?»

14Ingabo zirekura imfungwa, ndetse n'ibyo zanyaze zibirekera aho imbere y'abatware n'ikoraniro ryose.

15Hanyuma bashyiraho abantu bamwe kugira ngo bite ku mfungwa: bafata ku minyago; abari bambaye ubusa bababaha imyambaro, n'inkweto, bose barababagaburira, babaha icyo banywa n'imiti ibavura, hanyuma baheka ku ndogobe abanyantege nke, barabajyana babageza kwa bene wabo i Yeriko, umugi w'imikindo. Hanyuma basubira i Samariya.

### Akhazi asaba Abanyashuru kumutabara

(2 Bami 16,7–20)

16Muri icyo gihe umwami Akhazi atuma ku mwami w'Abanyashuru ngo amutabare.

17Koko rero Abanyedomu bari bongeye gutera Yuda, barabanesha babajyana ari imfungwa.

18Abafilisiti na bo bari bateye imigi yo mu Kibaya n'iy'i Negevu ya Yuda; bayifatamo Betishemeshi, Ayaloni, Gederoti, Soko n'insisiro zayo, Timuna n'insisiro zayo, Gimuzo n'insisiro zayo, maze barahatura.

19Koko rero Uhoraho yacishije bugufi Abayuda kubera Akhazi, umwami wabo wabateraga gusuzugura Uhoraho, na we ubwe akamucumurira.

20Tegalati-Falazari, umwami w'Abanyashuru, araza ariko atazanywe no gutabara


© 2012, Bible Society of Rwanda.

Akhazi, ahubwo agira ngo amutere.

21 Nuko Akhazi afata ku mutungo w'Ingoro y'Uhoraho, n'uwo mu ngoro y'umwami, n'uw'ibikomangoma, abyoherereza umwami w'Abanyashuru, ariko biba imfabusa.

22 Umwami Akhazi, amaze gushoberwa, arushaho gucumura kuri Uhoraho:

23 atura ibitambo imana z'i Damasi zari zaramunesheje, avuga ati «Kubera ko imana z'abami ba Aramu zibafashije, ni zo ngiye gutura ibitambo kugira ngo zimfashe.» Mu by'ukuri, ni zo zatumye arimburwa, we, na Israheli yose.

24 Akhazi akoranya ibikoresho byari mu Ngoro y'Uhoraho, arabimenagura, akinga inzugi z'Ingoro y'Uhoraho, kandi yiyubakira intambiro muri Yeruzalemu yose.

25 Muri buri mugi wa Yuda yubakamo amasengero y'ahirengeye yo gutwikira imibavu imana z'amahanga, nuko arakaza Uhoraho, Imana y'abasekuruza be.

26 Ibindi bikorwa bye n'imigirire ye yose, guhera ku byabanje kugera ku byaherutse, byanditswe mu gitabo cy'Abami ba Yuda na Israheli.

27 Akhazi aratanga, asanga abasekuruza be; umurambo we bawushyingura mu Murwa, i Yeruzalemu, ariko ntibawushyira mu mva z'abami ba Israheli. Umuhungu we Hezekiya amuzungura ku ngoma.

## Icya kabiri cy'Amateka 29

### Ingoma ya Hezekiya (716–687)

(2 Bami 18,1–3)

1 Hezekiya yimitswe amaze imyaka makumyabiri n'itanu avutse, amara imyaka makumyabiri n'icyenda ari ku ngoma i Yeruzalemu. Nyina yitwaga Abiya, akaba umukobwa wa Zekariyahu.

2 Yakoze ibitunganiye Uhoraho, nk'uko sekuruza Dawudi yabigenje.

### Isukurwa ry'Ingoro

3 Mu kwezi kwa mbere k'umwaka wa mbere w'ingoma ye, Hezekiya akingura inzugi z'Ingoro y'Uhoraho, arazisana.

4 Atumiza abaherezabitambo n'abalevi, abateraniriza ku kibuga cy'iburasirazuba,

5 maze arababwira ati «Nimunyumve, balevi! Nimwitagatifuze nonaha kandi mutunganye Ingoro y'Uhoraho, Imana y'abasokuruza banyu. Aho hantu hatagatifu nimuhakure icyitwa umwanda cyose!

6 Koko rero abasokuruza bacu baracumuye kandi bakora ibidatunganiye Uhoraho, Imana yacu; baramwihakanye, bakura amaso yabo ku Ngoro y'Uhoraho, bayitera umugongo.

7 Ndetse bakinze inzugi z'Ingoro, bazimya amatara, bareka gutwikira Imana ya

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Israheli imibavu no kuyitura ibitambo bitwikwa!

8Ibyo ni byo byatumye Uhoraho arakarira Abayuda n'ab'i Yeruzalemu, bakuka umutima barahahamuka, bicwa n'agahinda kandi bahabwa inkwenene, nk'uko mubyirebera n'amaso yanyu.

9Kubera ibyo kandi, ababyeyi bacu bicishijwe inkota, abahungu bacu n'abakobwa bacu, n'abagore bacu barafungwa!

10Ubu ngubu ndashaka kugirana isezerano n'Uhoraho, Imana ya Israheli, kugira ngo acubye uburakari bwe bukaze.

11Bana banjye, mwikomeza kuba indangare, kuko ari mwe Uhoraho yatoranyije ngo mumuhagarare imbere, ngo mujye mumukorera, mumubere abaherezabitambo kandi mumutwikire imibavu.»

12Dore abalevi bamwitabye: ni Mahati mwene Amasayi na Yoweli mwene Azariyahu bo mu Bakehati; Kishi mwene Abudi na Azariyahu mwene Yehaleleli bo muri bene Merari; Yowa mwene Zima na Edeni mwene Yowa bo muri bene Gerishoni;

13Shimiri na Yeweli bo muri bene Elisafani; Zekariyahu na Mataniyahu bo muri bene Asafu;

14Yehiyeli na Shimeyi bo muri bene Hemani; Shemaya na Uziyeli bo muri bene Yedutuni.

15Bakoranya abavandimwe babo, maze baritagatifuza; hanyuma bajya gutunganya Ingoro y'Uhoraho, bakurikije itegeko ry'umwami n'ijambo ry'Uhoraho.

16Abaherezabitambo binjira imbere mu Ngoro y'Uhoraho kugira ngo bayisukure, maze ibintu byose bifite umwanda bahasanze babijyana mu gikari cy'Ingoro y'Uhoraho. Hanyuma abalevi babivanaho, bajya kubijugunya mu kabande ka Sedironi.

17Batangiye iryo sukura ku munsi wa mbere w'ukwezi kwa mbere; nuko ku munsi wa munani w'uko kwezi bagera ku rwinjiriro rw'Ingoro y'Uhoraho. No gusukura imbere mu Ngoro y'Uhoraho byamaze indi minsi munani, bityo barangiza ku munsi wa cumi n'itandatu w'ukwezi kwa mbere.

18Nuko basanga umwami Hezekiya, baramubwira bati «Twatunganyije Ingoro yose, hamwe n'urutambiro rw'ibitambo bitwikwa, ameza ashyirwaho imimuriko n'ibigendana na yo byose.

19Ndetse n'ibintu byose umwami Akhazi yari yarajugunye mu gihe cy'ingoma ye ubwo yacumuraga, twabisubije mu mwanya wabyo kandi turabitagatifuza. Dore biri imbere y'urutambiro rw'Uhoraho.»

### Hezekiya asubizaho ibitambo n'imihango yo gusenga

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

20Bukeye mu gitondo, umwami Hezekiya akoranya abatware b'umurwa, maze arazamuka ajya mu Ngoro y'Uhoraho.

21Bazana ibimasa birindwi, amasekurume y'intama arindwi, abana b'intama barindwi n'amasekurume y'ihene arindwi, kugira ngo abiture ho igitambo cy'impongano z'ibyaha, maze asabire inzu y'umwami, Ingoro y'Uhoraho n'Abayuda bose; hanyuma ategeka abaherezabitambo bene Aroni kubiturira ku rutambiro rw'Uhoraho.

22Babaga ibimasa; abaherezabitambo bareza amaraso yabyo bayamisha ku rutambiro. Babaga amasekurume y'intama, amaraso yayo bayamisha ku rutambiro.

23Hanyuma bazana amasekurume imbere y'umwami n'ikoraniro, bayaramburiraho amaboko maze aturwaho igitambo cy'impongano z'ibyaha.

24Abaherezabitambo barayabaga, amaraso yayo bayamisha ku rutambiro bahongerera ibyaha. Nuko basabira imbabazi Abayisraheli bose, kuko umwami yari yategetse ko basabira Abayisraheli bose bagatura ibitambo bitwikwa n'ibyo guhongerera ibyaha byabo.

25Hezekiya ashyira abalevi mu Ngoro y'Uhoraho bafite ibyuma birangira n'inanga nk'uko byategetswe na Dawudi, akurikije ijambo ry'Uhoraho umushishozi Gadi n'umuhanuzi Natani bamugejejeho.

26Abalevi bamaze gufata imyanya yabo, bafite ibyuma byakozwe na Dawudi, bakurikiwe n'abaherezabitambo bafite amakondera,

27Hezekiya ategeka guturira ku rutambiro ibitambo bitwikwa. Bakibitwika batera indirimbo y'Uhoraho, bavuza amakondera n'ibindi byuma by'indirimbo bya Dawudi, umwami w'Abayisraheli.

28Ikoraniro ryose rikomeza kuramya, indirimbo zirakomeza n'amakondera aravuga, bikomeza bityo kugera ubwo ibitambo bitwikwa birangira.

29Barangije gutura ibitambo, umwami n'abari kumwe na we bose barunama, bararamya.

30Hanyuma umwami Hezekiya n'abatware bategeka abalevi gusingiza Uhoraho mu magambo ya Dawudi na Asafu w'umushishozi; nuko bamusingiza bishimye, hanyuma barapfukama bararamya.

31Hezekiya afata ijambo, aravuga ati «Ubwo mwiyeguriye Uhoraho, ngaho nimwegere muzane ibitambo n'amaturo y'ibisingizo mu Ngoro y'Uhoraho.» Nuko imbaga izana amaturo y'ibisingizo, ndetse abo umutima wabo ubibwirije, bazana ibitambo bitwikwa.

32Amatungo bazanye kugira ngo bayatureho ibitambo bitwikwa yari impfizi mirongo irindwi, amasekurume y'intama ijana, abana b'intama magana abiri, byose babitura

Uhoraho ho ibitambo bitwikwa.

33Bongeraho n'andi matungo maremare magana atandatu n'amatungo magufi ibihumbi bitatu, bayatura ho ibitambo by'ubuhoro.

34Nyamara, kubera ko abaherezabitambo bari bake badashoboye kubaga ibitambo byose bitwikwa, abavandimwe babo b'abalevi barabafashije kugera ubwo birangiye, no kugera ubwo abaherezabitambo bitagatifuje. Koko rero, abalevi bari batanze abaherezabitambo kwitagatifuza.

35Byongeye kandi, bagombaga no gutura ingimbu z'ibitambo by'ubuhoro n'amaturo aseswa ajyana n'ibitambo bitwikwa. Umurimo wo mu Ngoro y'Uhoraho uvugururwa utyo.

36Hezekiya n'imbaga yose bishimira ibyo Uhoraho yakoreye umuryango, kuko ibintu byikoze vuba nta gahato.

## Icya kabiri cy'Amateka 30

### Hezekiya atumirira Pasika Abayisraheli n'Abayuda

1Hezekiya atumira Abayisraheli bose n'Abayuda, ndetse yandikira amabaruwa Abefurayimu n'Abamanase, ngo baze mu Ngoro y'Uhoraho i Yeruzalemu gutagatifuza Pasika y'Uhoraho, Imana ya Israheli.

2Umwami, n'abanyacyubahiro be, n'ikoraniro ryose ry'i Yeruzalemu bemeranya gutagatifuza Pasika mu kwezi kwa kabiri.

3Koko rero, ntibari bashoboye kuyizihiza mu gihe cyayo gisanzwe, kuko abaherezabitambo benshi bari batarisukura n'abaturage ntibari barateraniye i Yeruzalemu.

4Icyo cyemezo gishimisha umwami n'ikoraniro ryose,

5maze muri Israheli yose, kuva i Berisheba kugera i Dani, batangaza ko baza i Yeruzalemu guhimbaza Pasika y'Uhoraho, Imana ya Israheli, kuko abari baje mbere, uko byanditswe, bari bake.

6Nuko intumwa zijyana muri Israheli yose no muri Yuda amabaruwa yanditswe n'umwami n'abanyacyubahiro be, nuko zikagenda zivuga hose, nk'uko Umwami yategetse, ziti «Bayisraheli, nimugarukire Uhoraho, Imana ya Abrahamu, n'iya Izaki n'iya Israheli, na yo izabagarukira, mwebwe abavuye mu nzara z'abami b'Abanyashuru.

7Mwikurikiza abasokuruza banyu n'abavandimwe banyu bacumuye kuri Uhoraho, Imana y'abasekuruza babo, bigatuma abarimbura nk'uko mubibona.

8Ubu ngubu mwigamika amajosi nk'abasokuruza banyu, ahubwo nimwinjire mu Ngoro Uhoraho yihiteyemo iteka ryose, maze mukorere Uhoraho, Imana yanyu,


© 2012, Bible Society of Rwanda.

kugira ngo abakureho amakare y'uburakari bwe.

9Koko rero, nimugarukira Uhoraho, abavandimwe banyu n'abana banyu bazagirirwa imbabazi n'ababajyanye ari imbohe , maze bazashobore kugaruka muri iki gihugu, kuko Uhoraho ari umunyambabazi n'umunyampuhwe, kandi ntazabatera umugongo nimumugarukira».

10Intumwa zikava mu mugi zijya mu wundi, zizenguruka intara zose za Efurayimu na Manase kugera i Zabuloni, ariko barabasekaga, bakabakwena.

11Nyamara abantu bamwe b'i Asheri, Manase, na Zabuloni, biyumvamo ikosa, bajya i Yeruzalemu.

12Muri Yuda na ho ikiganza cy'Imana kibatera guhuza umugambi wo kubahiriza icyo umwami n'abanyacyubahiro be bari bategetse, bishingiye ku ijambo ry'Uhoraho.

13Mu kwezi kwa kabiri abantu benshi bateranira i Yeruzalemu kugira ngo bizihize iminsi mikuru y'imigati idasembuye; ryari ikoraniro rinini cyane.

14Nuko basenya intambiro z'ibigirwamana zari i Yeruzalemu, ndetse n'izo batwikiragaho imibavu, maze bazijugunya mu kagezi ka Sedironi.

### Hezekiya yizihiza Pasika

15Ku munsi wa cumi n'ine w'ukwezi kwa kabiri batura ibitambo bya Pasika. Abaherezabitambo n'abalevi bakozwe n'isoni baritagatifuza kandi bazana ibitambo bitwikwa mu Ngoro y'Uhoraho.

16Bari bahagaze mu myanya yabo nk'uko byari umuhango wabo, kandi bakurikije itegeko rya Musa, umuntu w'Imana; nuko abaherezabitambo bakamisha amaraso bazaniwe n'abalevi.

17Kubera ko hari abantu benshi mu ikoraniro batitagatifuje, abalevi bagombaga kubaga amatungo ya Pasika bakayatura Uhoraho mu kigwi cy'abadatunganye bose.

18Koko rero abantu benshi, cyane cyane Abefurayimu, Abamanase, Abisakari n'Abazabuloni ntibari bisukuye, barya Pasika banyuranyije n'ibyanditswe. Nuko Hezekiya abasabira, agira ati

19«Uhoraho Mana y'abasekuruza bacu, mu bugwaneza bwawe babarira abagushakashaka n'umutima wabo bose, n'ubwo baba batitagatifuje nk'uko bitegetswe!»

20Uhoraho yumvira Hezekiya, maze arokora imbaga.

21Abayisraheli bari i Yeruzalemu bizihiza mu minsi irindwi ibirori by'imigati idasembuye bishimye cyane, naho abalevi n'abaherezabitambo basingizaga Uhoraho buri munsi, bavuza ibyuma birangira, bubahiriza Uhoraho.

22Amagambo ya Hezekiya anyura imitima y'abalevi bose biteguriye Uhoraho, maze


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bakurikirana ibirori mu gihe cy'iminsi irindwi batura ibitambo by'ubuhoro kandi bashimira Uhoraho, Imana y'abasekuruza babo.

23Hanyuma ikoraniro ryose ryumvikana ko bongeraho indi minsi irindwi, nuko na yo bayimara banezerewe.

24Koko rero, Hezekiya, umwami wa Yuda, yari yahaye ikoraniro ibimasa igihumbi n'amatungo magufi ibihumbi birindwi, abanyacyubahiro bariha ibimasa igihumbi n'amatungo magufi ibihumbi cumi. Abaherezabitambo bari bitagatifuje ari benshi cyane.

25Ikoraniro ryose ry'Abayuda ririshima, hamwe n'abaherezabitambo, n'abalevi, n'ikoraniro ryavuye muri Israheli, n'abaturage bavuye mu gihugu cya Israheli kandi batuye muri Yuda.

26I Yeruzalemu haba ibyishimo byinshi, kuko kuva ku ngoma ya Salomoni mwene Dawudi, umwami w'Abayisraheli, nta bindi nk'ibyo byigeze bibaho i Yeruzalemu.

27Hanyuma abaherezabitambo b'abalevi barahaguruka, basabira abantu umugisha ku Mana: amajwi yabo arumvikana kandi amasengesho yabo agera mu ijuru, aho Nyir'ubutagatifu atuye.

## Icya kabiri cy'Amateka 31

### Hezekiya avugurura imihango yo gusingiza Uhoraho

1Ibyo byose birangiye, Abayisraheli bose bari aho, bajya mu migi ya Yuda kugira ngo bamenagure inkingi z'ibigirwamana, batemagure inkingi za Ashera, basenye amasengero y'ahirengeye n'intambiro muri Yuda, no muri Benyamini hose, ndetse no muri Efurayimu na Manase kugera ubwo babitsembye. Hanyuma Abayisraheli bose bisubirira buri wese iwe mu migi yabo.

2Hezekiya ashyiraho imitwe y'abaherezabitambo n'abalevi kugira ngo buri wese, akurikije icyiciro arimo, yaba umuherezabitambo cyangwa se umulevi, ajye atura ibitambo bitwikwa n'iby'ubuhoro, asingiza Uhoraho, amushimira kandi amukorera imbere mu kibuga cy'Ingoro ye.

3Umwami yafataga ku mutungo we, akabitanga ho ituro, kugira ngo bibe ibitambo bitwikwa bya mu gitondo na nimugoroba, ibyo ku masabato, ibyo mu mboneko z'ukwezi, n'iby'iminsi mikuru, nk'uko byanditswe mu itegeko ry'Uhoraho.

4Hanyuma ategeka abantu batuye i Yeruzalemu gutanga umugabane ugenewe abaherezabitambo n'abalevi kugira ngo bakomeze kwita ku Itegeko ry'Uhoraho.

5Ayo magambo akimara gutangazwa, Abayisraheli batanga ibintu byinshi ku misaruro yabo y'ingano, ya divayi, y'amavuta, y'ubuki, mbese ku mbuto zose zihingwa, bazana igice cya cumi cy'ibyo byose.

6Maze Abayisraheli n'Abayuda batuye mu migi ya Yuda na bo bazana icya cumi


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

cy'amatungo maremare n'amagufi, kimwe n'icy'amaturo yeguriwe Uhoraho, Imana yabo, bakabirunda bakurikiranya ibirundo.

7Batangiye kubirunda mu kwezi kwa gatatu barangiza mu kwezi kwa karindwi.

8Hezekiya n'abanyacyubahiro baza kureba ibyo birundo maze bashimira Uhoraho n'umuryango we Israheli.

9Hezekiya abaza abaherezabitambo n'abalevi iby'ibyo birundo,

10maze Azariyahu, umuherezabitambo mukuru wo mu nzu ya Sadoki, aramusubiza ati «Kuva batangira kuzana amaturo mu Ngoro y'Uhoraho twarariye turahaga, dusigaza byinshi kuko Uhoraho yahaye umugisha umuryango we, none ibyasagutse ni byo ibi birundo.»

11Hezekiya ategeka ko batunganya ibyumba byo mu Ngoro y'Uhoraho.

12Barabitunganya maze babikamo ibyatanzwe bitonze, ibya cumi n'andi maturo matagatifu. Konanyahu w'umulevi aba umurinzi wabyo, hamwe n'umuvandimwe we Shimeyi wari amwungirije.

13Yehiyeli, Azariyahu, Nahati, Asaheli, Yerimoti, Yozabadi, Eliyeli, Yismakiyahu, Mahati na Benayahu bari abagenzuzi bategekwa na Konanyahu hamwe n'umuvandimwe we Shimeyi, nk'uko umwami Hezekiya na Azariyahu, umutegetsi w'Ingoro y'Imana, bari babigennye.

14Umulevi Kore mwene Yimuna, umurinzi w'irembo ry'iburasirazuba, yari ashinzwe kwakira amaturo yatuwe Imana, akaba ari we uyakuramo ibigenewe Uhoraho n'icyo buri wese yabihabwamo.

15Yategekaga abaherezabitambo Edeni, Minyamini, Yeshuwa, Shemayahu, Amariyahu na Shekanyahu bagombaga kuguma mu migi yabo, bakagaburira abavandimwe babo, bakurikije inzego zabo nta kuvangura umukuru n'umuto.

16Naho abo mu gitsinagabo bari baranditswe mu bisekuruza by'abalevi bahereye ku bafite imyaka itatu n'abayirengeje, bakinjira mu Ngoro y'Uhoraho nk'uko byari ngombwa buri munsi, na bo bagahabwa umugabane wabo, bakurikije umurimo wabo n'icyiciro barimo.

17Abaherezabitambo banditswe bakurikije amazu yabo, n'abalevi bafite imyaka makumyabiri n'abayirengeje, na bo bakandikwa bakurikije imirimo bashinzwe n'icyiciro barimo.

18Babarura kandi umuryango wabo wose: abagore, abahungu n'abakobwa. Mbese ikoraniro ryabo ryose bararibarura, kuko bagombaga kwitagatifuriza imirimo mitagatifu nta buhemu.

19Naho bene Aroni b'abaherezabitambo batuye mu masambu yabo muri buri mugi,
dore uko babagenzerezaga: muri buri mugi hari abantu bavuzwe mu mazina yabo


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kugira ngo umuherezabitambo wese wabaruriwe muri bene Levi b'igitsinagabo, bajye bamuha umugabane umukwiye.

[20]Hezekiya agenza atyo muri Yuda yose, akorera Uhoraho, Imana ye, ibintu byiza, bitunganye kandi bizira ubuhemu.

[21]Ibyo yakoreye byose Ingoro y'Imana, byerekeye amategeko n'amabwiriza yayo, yabikoreye gushakashaka Imana, n'umutima we wose, kandi abigeraho.

## Icya kabiri cy'Amateka 32

### Senekaribu atera igihugu cya Yuda

(2 Bami 18,13)

[1]Nyuma y'ibyo bikorwa by'ubutungane, Senakeribu, umwami w'Abanyashuru, atera imigi yose ikomeye yo mu gihugu cya Yuda, ategeka ko inkike zayo bazicamo ibyuho.

[2]Hezekiya abonye ko Senakeribu aje ashaka gutera Yeruzalemu,

[3]ajya inama n'abanyacyubahiro n'abakuru b'abasirikare be ngo bazibire inzira amazi yo mu masoko y'inyuma y'umugi, nuko barabyemera.

[4]Abantu benshi barakorana kugira ngo basibe amasoko yose n'akagezi katembaga hagati mu kabande, bavuga bati «Kuki abami b'Abanyashuru baza bagasanga amazi menshi?»

[5]Hezekiya arikomeza, yongera kubaka inkike zari zarasenyutse, azubakaho iminara kandi yubaka n'indi nkike, inyuma y'iya mbere; arongera akomeza Milo mu Murwa wa Dawudi kandi acurisha amacumu menshi n'ingabo nyinshi.

[6]Ashyiraho abatware b'abasirikare bo kuyobora abantu, abateraniriza iruhande rwe ku kibuga imbere y'irembo ry'umugi, maze abakomeza umutima, agira ati

[7]«Nimukomere, mube intwari! Ntimutinye cyangwa ngo mukurwe imitima n'umwami w'Abanyashuru n'ingabo nyinshi ziri kumwe na we, kuko Uwo turi kumwe azirusha imbaraga;

[8]we afite imbaraga za muntu; naho twebwe dufite Uhoraho, Imana yacu, uje kudutabara kandi akaturwanirira mu ntambara zacu!» Abantu banezezwa n'amagambo ya Hezekiya, umwami wa Yuda.

### Senakeribu ageza ubutumwa ku bantu b'i Yeruzalemu

(2 Bami 18,17–37)

[9]Nyuma y'ibyo, Senakeribu, umwami w'Abanyashuru, wari i Lakishi hamwe n'ingabo ze zose, atuma abagaragu be i Yeruzalemu kuri Hezekiya, umwami wa Yuda no ku bantu bose b'Abayuda bari i Yeruzalemu, kugira ngo bababwire bati

[10]«Senakeribu, umwami w'Abanyashuru, aravuze ngo: Mwishingikirije iki cyatuma muguma muri Yeruzalemu kandi itewe?

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11Aho Hezekiya ntabashuka ngo mwicwe n'inzara n'inyota, iyo ababwira ati 'Uhoraho, Imana yacu, azatugobotora mu nzara z'umwami w'Abanyashuru'?

12None se Hezekiya uwo, si we wamusenyeye amasengero y'ahirengeye n'intambiro ze kandi agategeka Abayuda n'ab'i Yeruzalemu gusengera imbere y'urutambiro rumwe gusa bakarutwikiraho imibavu?

13Ntimuzi se ibyo jyewe n'abasogokuruza banjye twakoreye amahanga yose yo ku isi? Hari ubwo se imana z'amahanga yo ku isi zashoboye kugobotora ibihugu byazo mu maboko yanjye?

14Mu mana zose z'ayo mahanga ni iyihe yashoboye kugobotora abantu bayo mu nzara zanjye, byatuma mwizera ko Imana yanyu izashobora kubankura mu nzara?

15Ubu rero, Hezekiya nareke kubaryarya no kubashuka bene ako kageni! Mwimwemera kuko nta mana n'imwe muri ayo mahanga no muri ibyo bihugu yashoboye kugobotora abantu bayo mu nzara z'abasogokuruza banjye. Mwikwibeshya rero ko Imana yanyu izashobora kubankura mu nzara!»

16Nguko uko abagaragu ba Senakeribu basuzuguraga Uhoraho Imana n'umugaragu wayo Hezekiya.

17Hanyuma Senakeribu yandika inzandiko zituka Uhoraho, Imana ya Israheli, kandi zimusebya muri aya magambo, ati «Nk'uko imana z'amahanga yo ku isi zitashoboye kunkura abantu bazo mu nzara, Imana ya Hezekiya ntizankura abantu bayo mu nzara.»

18Abagaragu ba Senakeribu bavuga mu ijwi riranguruye mu rurimi rw'Abayuda, bakanga kandi bakura umutima abaturage b'i Yeruzalemu kugira ngo bigarurire umugi.

19Bavugaga Imana y'i Yeruzalemu bayireshyeshya n'imana z'amahanga yo ku isi, zacuzwe n'intoki z'abantu!

## Imana ikiza Yeruzalemu

(2 Bami 19,15.35–37)

20Bigeze aho umwami Hezekiya n'umuhanuzi Izayi mwene Amosi baratakamba kandi barangurura amajwi berekeje ijuru.

21Nuko Uhoraho yohereza umumalayika, atsemba ingabo zose z'intwari, abatware bakuru b'abasirikare n'abanyacyubahiro bari mu ngando y'umwami w'Abanyashuru. Senakeribu asubira mu gihugu cye akozwe n'isoni maze igihe yinjiye mu ngoro y'imana ye, abahungu be bwite bamwicisha inkota.

22Uhoraho akiza atyo Hezekiya n'abaturage b'i Yeruzalemu, abagobotora mu maboko ya Senakeribu, umwami w'Abanyashuru, no mu maboko y'abanzi babo bose, maze abaha amahoro impande zose.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

23Nuko abantu benshi bazana i Yeruzalemu amaturo agenewe Uhoraho n'ibintu by'agaciro bigenewe Hezekiya, umwami wa Yuda; nuko Hezekiya aba ikirangirire mu mahanga yose kuva icyo gihe.

### Iherezo ry'ingoma ya Hezekiya

(2 Bami 20,1–21)

24Muri iyo minsi, Hezekiya afatwa n'indwara ya simusiga; asenga Uhoraho, nuko Uhoraho aramwumva, amukorera igitangaza.

25Ariko Hezekiya ntiyitura ineza yagiriwe, maze ubwirasi bw'umutima we bumukururira uburakari bw'Uhoraho, we n'Abayuda n'ab'i Yeruzalemu.

26Icyakora Hezekiya yicishije bugufi, we n'abaturage b'i Yeruzalemu, nuko Uhoraho ntiyabatsemba ku ngoma ye.

27Hezekiya agira ubukungu bwinshi cyane n'ikuzo; atunga feza, zahabu, amabuye y'agaciro, imibavu, ingabo n'ibintu by'agaciro by'amoko yose,

28yiyubakira n'amazu yo guhunikamo ingano, divayi n'amavuta, yubaka n'ibiraro bigenewe amatungo y'amoko yose.

29Koko kandi yari afite indogobe nyinshi akagira n'amatungo magufi n'amaremare, atabarika, kuko Imana yamuhaye ibintu birenze urugero.

30Hezekiya ni we wayobeje isoko rikuru ry'amazi y'i Gihoni, ayayobora ayamanura mu burengerazuba bw'umurwa wa Dawudi. Ibyo Hezekiya yakoraga byose byaramuhiraga.

31Ndetse n'igihe abanyacyubahiro b'i Babiloni bazaga kumusura, bazanywe no kumubaza iby'igitangaza cyabereye mu gihugu cye, Imana ntiyamutereranye burundu, ahubwo yashatse kumugerageza ngo imenye ikimuri ku mutima.

32Ibindi bigwi bya Hezekiya n'ibikorwa bye by'ubugiraneza, byanditswe mu gitabo cy'Ibonekerwa ry'umuhanuzi Izayi mwene Amosi, no mu gitabo cy'Abami ba Yuda n'ab'Israheli.

33Hezekiya aratanga, asanga abasekuruza be, umurambo we ushyingurwa iruhande rw'inzira izamuka igana ku mva za bene Dawudi. Amaze gutanga, Abayuda bose n'ab'i Yeruzalemu bamuhaye icyubahiro. Nuko umuhungu we Manase amuzungura ku ngoma.

## Icya kabiri cy'Amateka 33

### Ingoma ya Manase (687–642)

(2 Bami 21,1–18)

1Manase yimye ingoma amaze imyaka cumi n'ibiri avutse, amara imyaka mirongo itanu n'itanu ari ku ngoma i Yeruzalemu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2Yakoze ibidatunganiye Uhoraho, akurikiza ibiterasoni by'abanyamahanga Uhoraho yari yarirukanye imbere y'Abayisraheli.

3Yongeye kubaka amasengero y'ahirengeye yari yarashenywe na se Hezekiya; yubaka intambiro za Behali, ashinga inkingi zeguriwe ikigirwamana Ashera, aramya izuba, ukwezi n'inyenyeri byo mu kirere arabikorera.

4Yubaka intambiro mu Ngoro y'Uhoraho, kandi Uhoraho yaravuze, ati «I Yeruzalemu ni ho nzashyira izina ryanjye.»

5Ibinyarumuri byo mu kirere Manase abyubakira intambiro mu bikari byombi by'Ingoro y'Uhoraho.

6Ndetse n'abahungu be abatwikira mu kabande ka bene Hinomi; akoresha uburyo bwinshi bwo gutongera no gushika; ashyiraho abashitsi n'abapfumu; mbese arakaza Uhoraho, arakabya mu gukora ibitamutunganiye.

7Ashyira mu Ngoro y'Uhoraho ishusho ry'ikigirwamana yari yarakoresheje; kandi Imana yari yabwiye Dawudi n'umuhungu we Salomoni, iti «Muri iyi Ngoro n'i Yeruzalemu ni ho natoranyije mu miryango yose ya Israheli kugira ngo mpashyire izina ryanjye iteka ryose.

8Byongeye kandi sinzongera kwirukana Abayisraheli mu gihugu nahaye abasekuruza babo, nibubahiriza ibyo nabategetse byose mbivugishije Musa, byerekeye amategeko, amateka, n'amabwiriza yanjye.»

9Manase ayobya Abayuda n'ab'i Yeruzalemu bituma bakora nabi kurusha amahanga Uhoraho yarimburiye imbere y'Abayisraheli.

10Uhoraho aburira Manase n'abantu be, ariko ntibabyitaho.

11Uhoraho abateza abatware b'ingabo z'Umwami wa Ashuru: bafata Manase bamukuruza ingobe, bamubohesha umunyururu w'inyabubiri, bamujyana i Babiloni.

## Manase yicuza ibyaha bye

12Ageze mu kaga, Manase yinginga Uhoraho Imana ye, yicisha bugufi cyane imbere y'Imana y'abasekuruza be.

13Arayisaba, Imana yiyemeza kugira impuhwe, yumva ugutakamba kwe maze imusubiza i Yeruzalemu kugira ngo akomeze ubwami bwe. Nuko Manase amenya ko Uhoraho ari we Mana.

14Nyuma y'ibyo, yubaka inyuma y'umurwa wa Dawudi inkike z'amabuye zanyuraga mu burengerazuba bwa Gihoni mu kabande, zikagera ku irembo ry'Amafi kandi zari zikikije Ofeli; azigira ndende cyane. Ashyira abatware b'abasirikare mu migi yose ikomeye ya Yuda.

15Avana mu Ngoro y'Uhoraho imana z'abanyamahanga n'amashusho yazo, kandi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ajugunya hirya y'umugi intambiro zose yari yarubatse ku musozi w'Ingoro y'Uhoraho i Yeruzalemu.

16Yongera kubaka urutambiro rw'Uhoraho, aruturiraho ibitambo by'ubuhoro n'iby'ibisingizo, kandi ategeka Abayuda bose gukorera Uhoraho Imana ya Israheli.

17Nyamara abantu bakomeje gutura ibitambo mu masengero y'ahirengeye, ariko babigirira kubahiriza Uhoraho Imana yabo gusa.

18Ibindi bigwi bya Manase, amasengesho yabwiye Imana ye, n'amagambo abashishozi bamugejejeho mu izina ry'Uhoraho, Imana ya Israheli, ibyo byanditswe mu gitabo cy'Ibyakozwe n'Abami ba Israheli.

19Naho ugusenga kwe n'ukuntu Imana yamwumvise, ibyaha bye byose n'ubuhemu bwe, hamwe n'ahantu hirengeye yubatse amasengero kandi akahashyira inkingi za Ashera n'amashusho mbere y'uko yicisha bugufi, byose byanditswe mu gitabo cy'Ibyakozwe na Hozayi.

20Manase aratanga asanga abasekuruza be; umurambo we bawushyingura mu ngoro ye. Umuhungu we Amoni amuzungura ku ngoma.

### Ingoma ya Amoni (642–640)

(2 Bami 21,19–26)

21Amoni yimitswe amaze imyaka makumyabiri n'ibiri avutse, amara imyaka ibiri ari ku ngoma i Yeruzalemu.

22Yakoze ibidatunganiye Uhoraho nk'uko se Manase yabigenje. Amoni yatuye ibitambo kandi akorera amashusho yose yari yarabajwe na se Manase.

23Icyakora we ntiyicisha bugufi imbere y'Uhoraho nk'uko se Manase yari yaricishije bugufi, ahubwo arushaho guhemuka.

24Abagaragu be baramugambanira, bamwicira mu ngoro ye.

25Abaturage bose b'igihugu na bo bica abagambaniye umwami Amoni bose, maze bimika umuhungu we Yoziya ngo amuzungure ku ngoma.

## Icya kabiri cy'Amateka 34

### Ingoma ya Yoziya (640–609)

(2 Bami 22,1–2)

1Yoziya yimitswe amaze imyaka munani avutse, amara imyaka mirongo itatu n'umwe ari ku ngoma i Yeruzalemu.

2Yakoze ibitunganiye Uhoraho kandi akurikiza inzira za sekuruza Dawudi, atagize icyo ateshukaho.

### Ivugururwa ry'iyobokamana

(2 Bami 23,4–20)

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Mu mwaka wa munani w'ingoma ye, akiri umusore, Yoziya yatangiye gushakashaka Imana ya sekuruza Dawudi, maze mu mwaka wa cumi n'ibiri atangira gukura muri Yuda n'i Yeruzalemu amasengero y'ahirengeye, inkingi zeguriwe ibigirwamana n'amashusho yabyo yabajwe cyangwa yacuzwe.

4Basenya intambiro za Behali abireba, kimwe n'ibyotezo by'imibavu byari hejuru yazo; atemagura inkingi za Ashera n'amashusho yabajwe cyangwa yacuzwe, abihindura ubushingwe, abunyanyagiza ku mva z'abahoze babisenga;

5atwikira amagufwa y'abaherezabitambo b'ibyo bigirwamana ku ntambiro zabyo. Asukura atyo Yuda na Yeruzalemu.

6Mu migi ya Manase, n'iya Efurayimu, iya Simewoni ndetse n'iya Nefutali no mu bihugu bihakikije,

7ahasenya intambiro, atema inkingi z'ibigirwamana, amashusho yabyo ayahindura ubushingwe, asenya n'intambiro zose z'imibavu zari mu gihugu cya Israheli. Hanyuma asubira i Yeruzalemu.

## Umuherezabitambo mukuru atahura igitabo cy'amategeko

(2 Bami 22,3–10)

8Mu mwaka wa cumi n'umunani w'ingoma ye, amaze gusukura igihugu n'Ingoro y'Uhoraho, Yoziya yohereza Shafani mwene Asaliyahu, na Maseyahu, umutware w'umugi, na Yowa mwene Yowakazi umunyamabanga we, ngo bajye gusana Ingoro y'Uhoraho, Imana ye.

9Abo na bo basanga Hilikiyahu, umuherezabitambo mukuru, bamumurikira feza yazanywe mu Ngoro y'Imana, iyo abalevi barindaga irembo bari bahawe n'Abamanase, Abefurayimu n'abandi Bayisraheli, n'iyatanzwe n'Abayuda n'Ababenyamini bose, n'abaturage b'i Yeruzalemu.

10Nuko bayizanira abari bashinzwe gufata neza Ingoro y'Uhoraho, na bo bashyikiriza iyo feza abakozi bagombaga gusana Ingoro y'Uhoraho bakayikomeza,

11Bayiha rero ababaji n'abubatsi kugira ngo bagure amabuye yo kubazwa n'ibiti byo gusakariraho, maze bagasubiranya amazu abami ba Yuda bari barononnye.

12Abakozi bakoranaga umurava umurimo wabo, bayobowe n'abalevi Yahati na Obadiyahu bene Merari, na Zekariya na Meshulamu bene Kehati. Hari n'abandi balevi bari bazi neza gucuranga ibyuma by'indirimbo,

13bategekaga abikorezi kandi bakayobora abakozi bose, buri wese mu mwuga we. Hari kandi n'abandi balevi b'abanditsi, ab'abagenzuzi, hakaba n'abanyanzugi.

14Mu gihe babikuraga feza yazanywe mu Ngoro y'Uhoraho, ni bwo umuherezabitambo mukuru Hilikiyahu yatahuye igitabo cy'Amategeko y'Uhoraho yatanzwe na Musa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Hilikiyahu abimenyesha umunyamabanga Shafani, amubwira ati «Natahuye igitabo cy'Amategeko mu Ngoro y'Uhoraho.» Hilikiyahu ahereza Shafani icyo gitabo,

16na we agishyira umwami, maze aramubwira ati «Ibyo wategetse byose, abagaragu bawe ubu barabikora:

17batanze feza basanze mu Ngoro y'Uhoraho bayishyikiriza abashinzwe gukoresha imirimo n'abayikora.»

18Hanyuma umunyamabanga Shafani yongera kubwira umwami ati «Umuherezabitambo Hilikiyahu yampaye iki gitabo.» Shafani agisomera umwami.

### Yoziya asiganuza umuhanuzikazi Hulida

(2 Bami 22,11–20)

19Umwami amaze kumva amagambo yo mu gitabo cy'Amategeko ashishimura imyambaro ye,

20hanyuma ategeka Hilikiyahu na Ahikamu mwene Shafani, na Abudoni mwene Mika, n'umunyamabanga Shafani, ndetse na Asaya, umugaragu w'umwami, ati

21«Nimugende mumbarize Uhoraho, jye n'Abayisraheli n'Abayuda basigaye, ibyerekeye amagambo yo muri iki gitabo cyatahuwe; kuko uburakari Uhoraho adufitiye ari bwinshi, bitewe n'abasekuruza bacu batakurikije amagambo y'Uhoraho, ntibite ku byanditswe muri iki gitabo byose.»

22Hilikiyahu hamwe n'abo umwami yari yavuze bajya kwa Hulida w'umuhanuzikazi, umugore w'umugabo Shalumi wari ushinzwe kumenya imyambaro n'imihango yo mu Ngoro, akaba mwene Tokihati mwene Hasira. Uwo mugore yari atuye i Yeruzalemu mu rusisiro rwari rwubatswe vuba. Bamubwira uko batumwe,

23maze arabasubiza ati

24«Uhoraho, Imana ya Israheli, aravuze ngo: Mugende mubwire uwo muntu wabantumyeho, muti 'Uhoraho aravuze ngo agiye guteza ibyago n'imivumo aha hantu n'abahatuye nk'uko byanditswe mu gitabo basomeye umwami wa Yuda.

25Kubera ko bantaye, bagatwikira imibavu izindi mana, bakansuzuguza ibikorwa by'amaboko yabo, uburakari mfitiye aha hantu ni bwinshi kandi ntibuzashira.'

26Naho umwami wa Yuda wabatumye kubaza Uhoraho, mumubwire muti 'Uhoraho, Imana ya Israheli, aravuze ngo: Wumvise ayo magambo,

27nuko umutima wawe uricuza, wicisha bugufi imbere y'Imana umaze kumva amagambo yavugiwe aha hantu n'abahatuye, usesa amarira imbere yanjye, ubu rero nanjye ubwanjye nakumvise! Ni ko Uhoraho avuze.

28Dore nzakureka usange abasokuruza bawe uzigendere amahoro, uzahambwe utabonye na kimwe mu byago nzateza aha hantu n'abahatuye.'» Intumwa zishyira

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

umwami icyo gisubizo.

### Yoziya avugurura Isezerano ribahuza n'Uhoraho
(2 Bami 23,1–3)

29Nuko umwami atumira abakuru bose ba Yuda n'ab'i Yeruzalemu, bateranira iruhande rwe.

30Hanyuma azamuka mu Ngoro y'Uhoraho, aherekejwe n'Abayuda bose, n'abatuye i Yeruzalemu, ari abaherezabitambo, ari abalevi, ari n'abantu bose, abakuru n'abato. Yoziya abasomera mu ijwi riranguruye amagambo yose yo mu gitabo cy'Isezerano cyabonetse mu Ngoro y'Uhoraho.

31Umwami yari ahagaze mu mwanya we, nuko asezeranira Uhoraho ko azamukurikira, akubahiriza amategeko ye, amabwiriza ye n'amateka ye, n'umutima we wose, n'amagara ye yose, mbese nk'uko byari byanditswe muri icyo gitabo.

32Yemeza iryo sezerano abari i Yeruzalemu bose n'Ababenyamini, nuko abaturage b'i Yeruzalemu bakurikiza isezerano ry'Imana, Imana ya basekuruza babo.

33Hanyuma Yoziya aca ibiterasoni byose mu bihugu byose by'Abayisraheli kandi ategeka abari muri Israheli bose gukorera Uhoraho, Imana yabo. Mu gihe cyose yari akiriho, ntibateshutse ku Uhoraho, Imana y'abasekuruza babo.

## Icya kabiri cy'Amateka 35

### Ihimbazwa ry'umunsi mukuru wa Pasika
(2 Bami 23,21–23)

1Yoziya akorera i Yeruzalemu Pasika y'Uhoraho, nuko babaga abana b'intama za Pasika ku munsi wa cumi n'ine w'ukwezi kwa mbere.

2Yoziya ashyira abaherezabitambo mu mirimo yabo kandi abatera inkunga mu kazi ko mu Ngoro y'Uhoraho.

3Abalevi bari bashinzwe kwigisha Abayisraheli bose kandi bareguriwe Uhoraho, arababwira ati «Kuva igihe bashyize Ubushyinguro butagatifu mu Ngoro y'Uhoraho, Salomoni mwene Dawudi, umwami wa Israheli, yari yarubatse, ntimwongeyе kubuheka ku ntugu zanyu. Ubu ngubu rero nimukorere Uhoraho Imana yanyu n'umuryango wayo Israheli.

4Nimwigabanyemo imitwe mukurikije amazu yanyu, nk'uko inyandiko ya Dawudi, umwami wa Israheli, yabigennye, n'umuhungu we Salomoni akabibategeka.

5Mwebwe abalevi rero, mujye muhagarara ahantu hatagatifu, buri wese ari mu cyiciro cye kandi mwiteguye gufasha abavandimwe banyu bo muri rubanda, mukurikije inzu ya buri muntu.

6Nimubage intama za Pasika, mwitagatifuze kandi muzitegurire abavandimwe banyu kugira ngo bubahirize uyu munsi mukuru, bakurikije ijambo ry'Uhoraho


© 2012, Bible Society of Rwanda.

ryavuzwe na Musa.»

7Mu matungo magufi Yoziya aha rubanda abana b'intama n'abana b'ihene bagera ku
bihumbi mirongo itatu, kugira ngo babibagire Pasika, yongeraho impfizi ibihumbi
bitatu zivuye mu mutungo w'umwami.

8Abanyacyubahiro be, na bo babyishakiye, bafata mu matungo yabo, bayaha
rubanda, abaherezabitambo n'abalevi. Hilikiyahu, Zekariyahu na Yehiyeli, abatware
b'Ingoro y'Uhoraho, ni ko gutanga abana b'intama ibihumbi bibiri na magana
atandatu, n'impfizi magana atatu, babiha abaherezabitambo ngo babibagire Pasika.

9Konaniyahu n'abavandimwe be Shemayahu, Netaneli, Hashabiyahu, Yehiyeli na
Yozabadi bari abatware b'abalevi batanga abana b'intama ibihumbi bitanu n'impfizi
magana atanu, babiha abalevi kugira ngo babibagire Pasika.

10Dore uko babigenjeje: abaherezabitambo kimwe n'abalevi bari bahagaze mu
myanya yabo, buri muntu ari mu cyiciro cye, nk'uko byategetswe n'umwami.

11Babaga intama za Pasika, abaherezabitambo bagahabwa amaraso bakayamisha,
naho abalevi bagakuraho uruhu.

12Amatungo maremare yari agenewe gutwikwa, yo bayashyira ukwayo,
bayagabanya bakurikije amazu ya rubanda bari aho, kugira ngo bayature Uhoraho,
nk'uko byanditswe mu gitabo cya Musa.

13Botsa intama za Pasika, naho ibindi biribwa bitagatifu babiteka mu byungo, mu
masafuriya no mu nkono, maze bihutira kubigaburira rubanda rwose.

14Hanyuma abalevi bitegurira ibyabo n'iby'abaherezabitambo, kuko
abaherezabitambo, bene Aroni, bari bakomeje guhereza ibitambo bitwikwa
n'ingimbu kugera bwije; nuko abalevi bategura ibya Pasika, bateganya ibyabo ndetse
n'iby'abaherezabitambo bene Aroni.

15Abaririmbyi bene Asafu bari bahagaze mu myanya yabo, nk'uko byari
byarategetswe na Dawudi, ari na ho Asafu, na Henani, na Yedutuni, umushishozi
w'umwami, bari baberetse; na none abarinzi b'amarembo baguma kuri buri rembo.
Ntibagombye guhagarika imirimo yabo kuko abavandimwe babo b'abalevi bari
babateguriye ibibagenewe.

16Uwo munsi imihango yo gusingiza Uhoraho iratungana; bahimbaza Pasika kandi
baturira ibitambo bitwikwa ku rutambiro rw'Uhoraho nk'uko byategetswe
n'umwami Yoziya.

17Bityo Abayisraheli bari aho icyo gihe bahimbaza Pasika n'umunsi mukuru
w'imigati idasembuwe mu minsi irindwi.

18Ntibari barigeze bakora umunsi mukuru wa Pasika muri Israheli kuva igihe
cy'umuhanuzi Samweli, kandi nta mwami n'umwe w'Abayisraheli wigeze ahimbaza


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Pasika nk'uko Yoziya, abaherezabitambo, abalevi, Abayuda bose n'Abayisraheli bari aho, n'abaturage b'i Yeruzalemu bayizihije.

19Iyo Pasika yabaye mu mwaka wa cumi n'umunani w'ingoma ya Yoziya.

### Iherezo ry'ingoma ya Yoziya

(2 Bami 23,28–30)

20Nyuma y'ibyo byose, Yoziya amaze gusana Ingoro y'Uhoraho, Neko, umwami wa Misiri, azamuka agana kuri Efurati agiye kurwanira i Karikemishi, nuko Yoziya aramusanganira.

21Neko amutumaho intumwa kumubaza ziti «Turapfa iki, Mwami wa Yuda? Nta bwo ari wowe nje gutera uyu munsi, ahubwo ni undi wundi nteye, kandi Imana yantegetse kwihuta. Reka kwiteranya n'Imana iri kumwe nanjye, hato itakurimbura.»

22Nyamara Yoziya ntiyahindura igitekerezo cye, kuko yari yiyemeje kurwana na we. Nuko ntiyita ku magambo ya Neko, kandi yari avuye ku Mana; nuko ashoreza urugamba mu kibaya cy'i Megido.

23Abanyamiheto barasa umwami Yoziya maze abwira abagaragu be, ati «Nimunjyane kuko numva merewe nabi.»

24Abagaragu be bamukura mu igare rye ry'intambara bamushyira mu rindi gare, maze bamujyana i Yeruzalemu, aba ari ho agwa. Umurambo we ushyingurwa mu irimbi ryarimo abasekuruza be, nuko Abayuda bose n'ab'i Yeruzalemu baririra Yoziya.

25Yeremiya ahimbira Yoziya indirimbo y'amaganya; ndetse abaririmbyi n'abaririmbyikazi na bo bahimbira Yoziya indirimbo z'amaganya ku buryo uwo muhango ukiriho n'ubu muri Israheli. Nuko izo ndirimbo bazandika mu bitabo by'Amaganya.

26Ibindi bigwi bya Yoziya n'ibikorwa bye by'ubugiraneza bihuje n'ibyanditswe mu Mategeko y'Uhoraho,

27mbese ibikorwa bye kuva ku byabanje kugera ku byaherutse, byose byanditswe mu gitabo cy'Abami ba Israheli na Yuda.

## Icya kabiri cy'Amateka 36

### Ingoma ya Yowakazi (609)

(2 Bami 23,30–34)

1Abaturage b'igihugu bafata Yowakazi mwene Yoziya, baramwimika ngo azungure se ku ngoma i Yeruzalemu.

2Yowakazi yimitswe amaze imyaka makumyabiri n'itatu avutse, amara amezi atatu ari ku ngoma i Yeruzalemu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Umwami wa Misiri amukura ku ngoma i Yeruzalemu kandi ategeka icyo gihugu gutanga umusoro w'amatalenta ijana ya feza n'italenta imwe ya zahabu.

4Umwami wa Misiri yimika umuvandimwe we Eliyakimu, amugira umwami wa Yuda i Yeruzalemu, maze amuhindura izina amwita Yoyakimu. Naho Yowakazi umuvandimwe we, Neko aramufata amujyana mu Misiri.

### Ingoma ya Yoyakimu (609–598)
(2 Bami 24, 8-10)

5Yoyakimu yimitswe amaze imyaka makumyabiri n'itanu avutse, amara imyaka cumi n'umwe ari ku ngoma i Yeruzalemu. Yakoze ibidatunganiye Uhoraho, Imana ye.

6Nebukadinetsari umwami w'i Babiloni, aramutera. Amubohesha umunyururu w'inyabubiri, amujyana i Babiloni.

7Nebukadinetsari ajyana i Babiloni n'ibintu byinshi byo mu Ngoro y'Uhoraho, abishyira mu ngoro ye i Babiloni.

8Ibindi Yoyakimu yakoze, n'amahano yose yakoze n'ingaruka zayo, byose byanditswe mu gitabo cy'Abami ba Israheli na Yuda. Umuhungu we Yoyakini amuzungura ku ngoma.

### Ingoma ya Yoyakini (598)
(2 Bami 23,36–24,6)

9Yoyakini yimitswe amaze imyaka cumi n'umunani avutse, amara amezi atatu n'iminsi cumi ari ku ngoma i Yeruzalemu. Yakoze ibidatunganiye Uhoraho.

10Umwaka utashye, umwami Nebukadinetsari yohereza abantu ngo bamuzane i Babiloni hamwe n'ibintu by'agaciro byo mu Ngoro y'Uhoraho, maze yimika umuvandimwe we Sedekiya ngo abe umwami wa Yuda i Yeruzalemu.

### Ingoma ya Sedekiya (598–587)
(2 Bami 24,18–20)

11Sedekiya yimitswe amaze imyaka makumyabiri n'umwe avutse, amara imyaka cumi n'umwe ari ku ngoma i Yeruzalemu.

12Yakoze ibidatunganiye Uhoraho, Imana ye. Ntiyicishije bugufi imbere y'umuhanuzi Yeremiya wamubwiraga iby'Uhoraho.

13Ndetse agomera umwami Nebukadinetsari wari waramurahije Imana. Sedekiya ashinga ijosi kandi anangira umutima aho kugarukira Uhoraho, Imana ya Israheli.

14Abakuru b'abaherezabitambo na bo, n'abatware ba rubanda, barushaho gucumura bakurikiza imihango yose mibi y'abanyamahanga, ndetse bandavuza Ingoro Uhoraho yari yaratagatifurije i Yeruzalemu.

15Uhoraho, Imana y'abasekuruza babo, arabihanangiriza bikomeye kandi abatumaho kenshi intumwa ze, abitewe n'imbabazi yari afitiye umuryango we n'Ingoro ye bwite.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16Nyamara bo bagakubita intumwa z'Imana, bagasuzugura amagambo yazo kandi bagaseka abahanuzi bayo, bigeza aho Uhoraho yarakariye umuryango we ubuziraherezo.

### Ifatwa rya Yeruzalemu

(2 Bami 25,8–21)

17Nuko Uhoraho abateza umwami w'Abakalideya. Araza, maze abasore babo abicisha inkota mu Ngoro, nta kubabarira abahungu n'abakobwa, habe n'abasaza cyangwa abameze imvi; bose Uhoraho arabamugabiza!

18Ibintu byose, byaba ibikomeye cyangwa ibyoroheje, hamwe n'umutungo wo mu Ngoro y'Uhoraho n'umutungo w'umwami, n'uw'abanyacyubahiro be, byose abijyana i Babiloni.

19Batwika Ingoro y'Uhoraho, barimbura inkike z'amabuye z'i Yeruzalemu, amazu yaho barayatwika yose, maze ibintu byose by'agaciro barabitsemba.

20Hanyuma umwami wabo ajyana bunyago i Babiloni abari basigaye bacitse ku icumu, abagira abacakara be n'ab'abahungu be kugeza ku ngoma y'Abaperisi.

21Nuko huzura ijambo Uhoraho yari yavugishije Yeremiya, agira ati «Igihugu kizamara imyaka mirongo irindwi nta muntu ucyitayeho kugira ngo bandihe ibiruhuko by'amasabato yose batubahirije.»

### Umwami Sirusi yemera ko bongera kubaka Ingoro y'Uhoraho

(Ezr 1,1–3)

22Mu mwaka wa mbere w'ingoma ya Sirusi, umwami w'Abaperisi, Uhoraho yiyemeza kuzuza ijambo yari yaravugishije Yeremiya; nuko akangura umutima wa Sirusi, umwami w'Abaperisi, kugira ngo atangaze mu bihugu bye byose, ari mu mvugo, ari no mu nyandiko, iri teka:

23«Sirusi, umwami w'Abaperisi, aravuze ngo: Abami bose bo ku isi, Uhoraho Imana Nyir'ijuru yarabangabije, kandi antegeka ubwe kumwubakira Ingoro i Yeruzalemu, yo muri Yuda. Muri mwebwe, umuntu wese wo mu muryango we nabane n'Imana ye, kandi nazamuke... »

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Ezira 1

# ABAYAHUDI BAGARUKA MU GIHUGU CY'IWABO BAKONGERA KUBAKA INGORO

### Umwami Sirusi yemera kongera kubaka Ingoro y'Uhoraho

1Mu mwaka wa mbere w'ingoma ya Sirusi, umwami w'Abaperisi, Uhoraho yiyemeje
gusohoza ijambo yari yaravugishije Yeremiya , nuko akangura umutima wa Sirusi,
umwami w'Abaperisi, kugira ngo atangaze mu bihugu bye byose, ari mu mvugo, ari
no mu nyandiko, iri teka:

2«Sirusi, umwami w'Abaperisi aravuze ngo: Abami bose bo ku isi, Uhoraho Imana
Nyir'ijuru yarabangabije, kandi antegeka ubwe kumwubakira Ingoro i Yeruzalemu
yo muri Yuda.

3Muri mwebwe, umuntu wese wo mu muryango we, Imana ye nibane na we, kandi
nazamuke ajye i Yeruzalemu yo muri Yuda, kubaka Ingoro y'Uhoraho, Imana ya
Israheli, kuko ari yo Mana iba i Yeruzalemu.

4Abakiriho bo muri uwo muryango, aho bari hose, abantu baho nibabafashishe feza,
zahabu, ibintu n'amatungo, kandi batange n'amaturo agenewe Ingoro y'Uhoraho iri i
Yeruzalemu, babigize ku buntu.»

5Nuko abatware b'amazu ya Yuda n'ab'aya Benyamini, abaherezabitambo n'abalevi,
mbese abantu bose Imana yari yarashyizemo iryo shyaka, barahaguruka ngo bajye
kubaka Ingoro y'Uhoraho iri i Yeruzalemu.

6Abaturanyi babo bakora uko bashoboye, babatwerera feza na zahabu, ibintu
n'amatungo, n'andi maturo y'agaciro gakomeye, utabariyemo n'ibindi batanze ku
buntu.

7Ndetse n'ibintu byose byo mu Ngoro y'Uhoraho Nebukadinetsari yari yaranyaze i
Yeruzalemu, kugira ngo abishyire mu nzu y'imana ze, umwami Sirusi arabisohora.

8Nuko Sirusi, umwami w'Abaperisi, ategeka umunyabintu Miteredati kubikuramo
byose no kubibarurira Sheshibasari, igikomangoma cyo muri Yuda.

9Dore umubare wabyo: amabesani ya zahabu:30; amabesani ya feza:1,000; ibyuma
29;

10ibikombe bya zahabu:30; ibikombe bya feza byo mu rwego rwa kabiri:410; n'ibindi
bikoresho:1,000.

11Ibikoresho byose bya zahabu na feza byari 5,400. Nuko Sheshibasari arabitwara
byose, ubwo abajyanywe bunyago bavaga i Babiloni, bagaruka i Yeruzalemu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Ezira 2

### Intondeke y'Abayahudi bagarutse muri Yuda

(Neh 7,6–72)

1Dore abantu bo muri icyo gihugu bari barajyanywe bunyago; ni bo Nebukadinetsari,
umwami w'Abanyababiloni yari yarajyanye i Babiloni, hanyuma bagaruka i
Yeruzalemu mu gihugu cya Yuda, buri muntu asubira mu mugi we.

2Bagarukanye na Zorobabeli, Yozuwe, Nehemiya, Seraya, Relaya, Nahamani,
Morudokayi, Bilishani, Misipari, Biguwayi, Rehumu na Bahana. Nguyu umubare
w'abo Bayisraheli:

3bene Parewoshi:2,172;

4bene Shefatiya:372;

5bene Arahu:775;

6bene Pahati-Mowabu, ari bo bene Yozuwe na Yowabu:2,812;

7bene Elamu:1,254;

8bene Zatu:945;

9bene Zakayi:760;

10bene Bani:642;

11bene Bebayi:623;

12bene Azigadi:1,222;

13bene Adonikamu:666;

14bene Biguwayi:2,056;

15bene Adini:454;

16bene Ateri, ari we Yehizikiya:98;

17bene Besayi:323;

18bene Yora:112;

19bene Hashumu:223;

20bene Gibari:95;

21ab'i Betelehemu:123;

22ab'i Netofa:56;

23ab'i Anatoti:128;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

24 bene Azimaweti:42;

25 ab'i Kiriyati-Yeyarimu, Kefira na Beyeroti:743;

26 ab'i Rama n'i Geba:621;

27 ab'i Mikimasi:122;

28 ab'i Beteli n'i Hayi:223;

29 bene Nebo:52;

30 bene Magibishi:156;

31 bene Elamu wundi:1,254;

32 bene Harimu:320;

33 ab'i Lodi, Hadidi na Ono:725;

34 ab'i Yeriko:345;

35 ab'i Senaya:3,630.

36 Mu baherezabitambo hagarutse: bene Yedaya, ari yo nzu ya Yozuwe:973;

37 bene Imeri:1,052;

38 bene Pashuru:1,247;

39 bene Harimu:1,017.

40 Mu balevi hagarutse: bene Yozuwe na bene Kadamiyeli, ari bo bahungu ba Hadabiya:74.

41 Mu baririmbyi hagarutse bene Asafu:128.

42 Mu banyanzugi hagarutse: bene Shalumi, bene Ateri, bene Talumoni, bene Akubu, bene Hatita, bene Shobayi, bose hamwe bakaba:139.

43 Mu bahereza hagarutse: bene Siha, bene Hasufa, bene Tabawoti,

44 bene Kerosi, bene Siya, bene Padoni,

45 bene Lebana, bene Hagaba, bene Akubi,

46 bene Hagabu, bene Shalimayi, bene Hanani,

47 bene Gideli, bene Gahari, bene Rehaya,

48 bene Resini, bene Nekoda, bene Gazamu,

49 bene Uza, bene Pesaya, bene Besayi,

50 bene Asina, bene Mewuni, bene Nefishi,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

51bene Bakibuki, bene Hakufa, bene Harihuri,

52bene Basiluti, bene Mehida, bene Harisha,

53bene Barikosi, bene Sisera, bene Tema,

54bene Nesiya, na bene Hatifa.

55Mu bahungu b'abagaragu ba Salomoni hagarutse: bene Sotayi, bene Hasofereti, bene Peruda,

56bene Yala, bene Darikoni, bene Gideli,

57bene Shefatiya, bene Hatili, bene Pokereti-Hasebayimu, bene Ami.

58Abo bose ni abahereza n'abahungu b'abagaragu ba Salomoni:392.

59Aba kandi ni bo bagarutse bava i Telimelahi, i Teliharisha, i Kerubi, i Adani n'Imeri, ariko ntibashobora gutanga icyemezo cy'uko bari abo mu mazu no mu bwoko bya Israheli koko:

60bene Delaya, bene Tobiya na bene Nekoda:652;

61bamwe mu baherezabitambo: bene Hobaya, bene Hakosi, na bene Barizilayi (kuko uwo mugabo yari yarashatse umugore mu bakobwa ba Barizilayi w'Umugilihadi, nyuma akamwitirirwa.)

62Abo bose babashatse mu gitabo cy'amavuko, ariko ntibakibabonamo; ni ko kubafata nk'abahumanye, bavanwa batyo ku murimo w'ubuherezabitambo.

63Umunyacyubahiro na we ababuza kurya ku biribwa bitagatifu, kugeza ubwo hazaboneka umuherezabitambo wabyemerewe, akabibaza Uhoraho, akoresheje ubufindo.

64Ikoraniro ryose ryari rigizwe n'abantu 42,360,

65utabariyemo abagaragu babo n'abaja, bari 7,337; bakabamo n'abaririmbyi n'abaririmbyikazi 200.

66Hari n'amafarasi 736; inyumbu 245;

67ingamiya 435 n'indogobe 6,720.

68Bageze i Yeruzalemu, aho Ingoro y'Uhoraho yahoze yubatse, bamwe mu batware b'amazu batanga amaturo ku buntu, kugira ngo Ingoro y'Uhoraho izongere yubakwe mu kibanza cyayo.

69Bayatanze uko babishoboye, maze mu bubiko bwagenewe icyo gikorwa binjizamo amadarakima ya zahabu ibihumbi mirongo itandatu na kimwe, mini za feza ibihumbi bitanu, batanga n'amakanzu ijana y'abaherezabitambo.

70Nuko abaherezabitambo, abalevi, n'igice kimwe cy'imbaga batura i Yeruzalemu,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

naho abaririmbyi, abanyanzugi, abahereza n'Abayisraheli basigaye, bo basubira amu migi yabo.

## Ezira 3

### Yozuwe na Zorobabeli bubaka urutambiro rw'Uhoraho

1Ukwezi kwa karindwi kubonetse, Abayisraheli bamaze gutura mu migi yabo, imbaga yose ikoranira hamwe i Yeruzalemu.

2Nuko Yozuwe mwene Yosadaki arahaguruka, we n'abavandimwe be b'abaherezabitambo, hamwe na Zorobabeli mwene Sheyalitiyeli n'abavandimwe be, maze bubaka urutambiro rw'Imana ya Israheli, kugira ngo baruturireho ibitambo bitwikwa, nk'uko byanditswe mu Mategeko ya Musa, umuntu w'Imana.

3Bubaka urutambiro aho rwahoze, n'ubwo batinyaga abanyamahanga bari baturanye na bo mu gihugu, maze bahaturira Uhoraho ibitambo bitwikwa. Basubizaho batyo ibitambo bya buri gitondo n'ibya buri mugoroba.

4Hanyuma bizihiza iminsi mikuru y'ingando, nk'uko byari byaranditswe, buri munsi bakawuturaho ibitambo bitwikwa, nk'uko byagenwe.

5Uretse ibitambo bya buri munsi, basubijeho n'ibitambo bitwikwa by'imboneko z'ukwezi n'iby'ibihe bitagatifu byose by'Uhoraho, bagatura n'ibitambo bya buri wese, uko abyishakiye.

6Kuva ku munsi wa mbere w'ukwezi kwa karindwi batangiye gutura Uhoraho ibitambo bitwikwa, n'ubwo imfatiro z'Ingoro y'Uhoraho zo zari zitarashingwa.

7Ni bwo ababaji b'amabuye n'ab'ibiti bahawe feza, naho Abanyasidoni n'Abanyatiri bahabwa ibiribwa, ibinyobwa n'amavuta y'imizeti kugira ngo bazambutse inyanja ibiti by'amasederi, babivane muri Libani, babigeze i Yope , nk'uko Sirusi umwami w'Abaperisi yari yabitanzemo uruhushya.

8Mu kwezi kwa kabiri k'umwaka wa kabiri kuva aho bagereye ku Ngoro y'Imana i Yeruzalemu, Zorobabeli mwene Sheyalitiyeli, na Yozuwe mwene Yosadaki bifatanya n'abavandimwe babo b'abaherezabitambo, n'abalevi, ndetse n'abandi bose bari baratahutse bavuye mu bucakara bakagaruka i Yeruzalemu, maze batangira imirimo. Nuko abalevi bafite imyaka makumyabiri n'abayirengeje, babashinga kuyobora imirimo yo kubaka Ingoro y'Uhoraho.

9Maze Yozuwe, abahungu be n'abavandimwe be, bashyira hamwe na Kadamiyeli, Binuwi na Hadawiya kugira ngo bayobore buri mukozi wese ukora ku Ngoro y'Imana.

10Nuko bubaka imfatiro z'Ingoro y'Uhoraho. Bakizubaka, abaherezabitambo barabegera; bari bambaye imyambaro yabo kandi bavuza impanda, bakaba bari kumwe n'abalevi bene Asafu bafite ibyuma byirangira, kugira ngo basingize

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Uhoraho, nk'uko Dawudi, umwami wa Israheli yari yarabitegetse.

11Barangurura amajwi yabo, batangira kuririmbira Uhoraho no kumusingiza, bati «Kuko ari Umugwaneza, kandi ubudahemuka agirira Israheli buzahoraho iteka !» Maze imbaga yose ikarangurura ijwi isingiza Uhoraho, kuko Ingoro ye ibonye imfatiro.

12Ariko bamwe mu baherezabitambo, mu balevi no mu batware b'umuryango bari bageze mu zabukuru, bariboneye Ingoro ya kera n'amaso yabo, barizwaga cyane no kubona ukuntu bubakaga imfatiro z'iyo Ngoro; naho abandi bagahanika amajwi banakoma mu mashyi kubera ibyishimo.

13Nta washoboraga kandi gutandukanya urusaku rw'amashyi y'abishima n'urw'abarira, kuko amajwi yabo yarengaga, akumvikanira kure.

## Ezira 4

### Abanzi b'Abayahudi bababuza kubaka Ingoro y'Uhoraho

1Bukeye, abanzi ba Yuda n'aba Benyamini bumva ko abari barajyanywe bunyago bubakaga Ingoro y'Uhoraho, Imana ya Israheli.

2Nuko basanga Zorobabeli, Yozuwe n'abatware b'umuryango, barababwira bati «Turashaka gufatanya namwe kubaka! Kuko Imana yanyu ari yo natwe twubaha, kandi ntitwahwemye kuyitura ibitambo uhereye ku ngoma ya Esarihadoni, umwami wa Ashuru, watuzamuye akadutuza hano.»

3Ariko Zorobabeli, Yozuwe n'abatware b'umuryango wa Israheli barabasubiza bati «Ntidushobora gufatanya namwe kubaka Ingoro y'Imana yacu, ahubwo ni twe twenyine tugomba kubakira Uhoraho Imana ya Israheli, nk'uko Sirusi umwami w'Abaperisi yabidutegetse.»

4Ubwo rero, ba banyamahanga bari batuye mu gihugu batangira guca intege imbaga ya Yuda no gutera ubwoba abubatsi.

5Bagurira abajyanama b'umwami kugira ngo bazadindize uwo mushinga wabo; ibyo bimara igihe cyose cy'ingoma ya Sirusi, umwami w'Abaperisi, kugeza ku ngoma ya Dariyusi, umwami w'Abaperisi...

### Abayahudi baregwa ku mwami Aritashuweru

6Ku ngoma ya Hashuweru, akimara kwimikwa, baramwandikira barega abaturage ba Yuda n'ab'i Yeruzalemu.

7No ku ngoma ya Aritashuweru, Bishulamu, Miteredati, Tabeli na bagenzi babo, bandikira Aritashuweru, umwami w'Abaperisi. Iyo baruwa yari yanditswe mu nyuguti z'Abaramu no mu rurimi rwabo.

8Nuko umutegetsi Rehumu, wari uhagarariye umwami, na Shimushayi


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

umunyamabanga, bandikira umwami Aritashuweru, barega ab'i Yeruzalemu. Dore uko iyo baruwa yatangiraga:

9«Abakwandikiye ni twebwe Rehumu, umutegetsi mukuru, na Shimushayi umunyamabanga, dufatanyije n'abacamanza, intumwa n'abandi bagenzi bacu bahagarariye umwami w'Abaperisi, dufatanyije kandi n'abaturuka i Ereki, Babeli, Suza yo muri Elamu,

10no mu yandi mahanga, uko Asuribanipali, umwami w'ikirangirire, yabatuje hano muri Samariya no mu yindi migi y'iburengerazuba bwa Efurati... »

11Dore kandi ibyari byanditse muri iyo baruwa bamwoherereje: «Ku mwami Aritashuweru, twebwe abagaragu bawe, abatware b'ibihugu by'iburengerazuba bwa Efurati,

12turamenyesha umwami ko Abayahudi bazamutse bava iwawe bakaza badusanga i Yeruzalemu, bariho bubaka bundi bushya wa mugi mubi wakunze kwigomeka. Batangiye kuzamura inkike, bamaze gupima urufatiro rwawo.

13None rero, umwami namenye ko uwo mugi niwubakwa, n'inkike zawo zigasanwa zikuzura, abawutuyemo batazongera gutanga ukundi amaturo, imisoro cyangwa amakoro, amaherezo bikazatuma abami bahahombera.

14None rero, ubwo dutunzwe n'ibwami, ntitwashimishwa no kubona umwami asuzugurwa; ni cyo kiduteye kumutumaho tubimumenyesha,

15kugira ngo bashakashake mu gitabo cy'ibyabaye ku ngoma z'abasokuruza bawe. Muri icyo gitabo uzabisangamo maze umenyereho ko uwo mugi wari warigometse, ukagandishiriza abami ibihugu byabo, kandi ukaba ari wo uvukamo imidugararo kuva na kera. Ni na cyo cyatumye uwo mugi usenywa.

16Turamenyesha umwami ko, niba uwo mugi wongeye kubakwa n'inkike zawo zigasanwa, utazongera gutegeka ukundi mu bihugu by'iburengerazuba bwa Efurati.»

### Igisubizo cy'umwami Aritashuweru

17Umwami arabasubiza ati «Kuri Rehumu, umutegetsi mukuru, kuri Shimushayi umunyamabanga, na bagenzi babo bose batuye Samariya n'abo mu bihugu by'iburengerazuba bwa Efurati, nimugire amahoro...

18Ibaruwa mwatwoherereje yasomewe imbere yanjye, bayihindura mu rurimi numva.

19Ku itegeko ryanjye, barashakashatse mu gitabo, maze basanga kuva kera uwo mugi waragandishirizaga abami koko, kandi ukavukamo ubugome n'imyivumbagatanyo.

20Mu by'ukuri i Yeruzalemu habaye abami bakomeye, bategekaga ibihugu byose by'iburengerazuba bwa Efurati, bagahabwa amaturo, imisoro cyangwa amakoro.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

21None rero, nimushyireho itegeko ribuza abo bantu, barekere aho kongera kubaka uwo mugi, kugeza ubwo jye ubwanjye nzabitegeka.

22Muririnde kubajenjekera hato bitazarushaho kuba nabi maze bikagandishiriza abami.»

23Urwo rwandiko rw'umwami Aritashuweru bakimara kurusomera imbere ya Rehumu, Shimushayi umunyamabanga na bagenzi babo, bo bihutira gusanga Abayahudi i Yeruzalemu, maze bababuza ku ngufu no ku gahato gukomeza imirimo y'ubwubatsi.

### Zorobabeli na Yozuwe bongera kubaka Ingoro y'Uhoraho (520–515)

24... Nuko imirimo y'ubwubatsi bw'Ingoro y'Uhoraho irahagarikwa, kandi bikomeza bityo kugeza mu mwaka wa kabiri w'ingoma ya Dariyusi, umwami w'Abaperisi.

## Ezira 5

1Hashize iminsi abahanuzi Hagayi na Zakariya mwene Ido, batangira guhanurira Abayahudi bo mu gihugu cya Yuda n'ab'i Yeruzalemu, mu izina ry'Imana ya Israheli yari kumwe na bo.

2Ubwo Zorobabeli mwene Sheyalitiyeli, na Yozuwe mwene Yosadaki barahaguruka, batangira kubaka Ingoro y'Uhoraho i Yeruzalemu; bari kumwe n'abahanuzi b'Imana babateraga inkunga.

3Bakibimenya haza Tatenayi, umutegeka w'ibihugu by'iburengerazuba bwa Efurati, na Shetari-Bozenayi na bagenzi babo, barahabasanga, maze barababaza bati «Ni nde wabahaye uruhushya rwo kubaka iyi Ngoro no gusana iri sengero?»

4Baranabategeka bati «Nimutubwire amazina y'abubatse iyi Ngoro!»

5Ariko Imana irebana ubugwaneza abatware b'umuryango w'Abayahudi, ntibababuza gukomeza kubaka kugeza ubwo ibaruwa yohererezwa Dariyusi, hanyuma akazabasubiza akemura icyo kibazo.

### Abayahudi baregwa ku mwami Dariyusi

6Mu ibaruwa yohererejwe umwami Dariyusi, Tatenayi umutegetsi w'ibihugu by'iburengerazuba bwa Efurati, Shetari-Bozenayi na bagenzi babo, mbese abategetsi bose bo hakuno y'uruzi,

7bamwandikiye bagira bati «Umwami Dariyusi nahorane amahoro!

8Umwami namenye ko twagiye mu gihugu cya Yuda kureba Ingoro y'Imana ikomeye. Irubakishwa amabuye abajwe, n'inkike zayo bazometseho imbaho, kandi uwo murimo urakoranwa umwete ku buryo butunganye.

9Twabajije abakuru babo, tuti 'Ni nde wabahaye uruhushya rwo kubaka iyi Ngoro no gusana iri sengero?'


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Hanyuma twabajije n'amazina yabo, ay'abatware babo turayandika kugira ngo tuzayakumenyeshe.

11Nuko baradusubiza bati 'Turi abagaragu b'Imana Nyir'ijuru n'isi, turongera kubaka Ingoro yari imaze imyaka myinshi yubatswe, ni na yo umwami ukomeye muri Israheli yari yarubatse akayuzuza.

12Ariko kubera ko abasokuruza bacu barakaje Imana Nyir'ijuru, yabagabije Nebukadinetsari w'Umukalideya, umwami wa Babiloni, asenya Ingoro kandi iyo mbaga ayijyana bunyago i Babiloni.

13Nyamara mu mwaka wa mbere w'ingoma ye, Sirusi umwami wa Babiloni atanga itegeko ryo kubaka iyo Ngoro y'Imana.

14Uretse n'ibyo, ibikoresho bya zahabu na feza by'Ingoro y'Imana, Nebukadinetsari yari yaranyaze mu Ngoro i Yeruzalemu kugira ngo abijyane mu ngoro y'imana ze i Babiloni, umwami Sirusi yabikuye muri iyo ngoro y'i Babiloni, abiha Sheshibasari yari yarashyizeho ngo abe umutware w'uwo muryango.

15Aramubwira ati 'Akira ibi bikoresho, maze ugende uzabishyire mu Ngoro y'i Yeruzalemu, kandi Ingoro y'Imana izongere yubakwe aho yahoze.'

16Bukeye, Sheshibasari uwo araza, ashinga imfatiro z'Ingoro y'Imana i Yeruzalemu. Guhera ubwo kugeza na n'ubu iracyubakwa, ariko ntiruzura.

17None rero, niba umwami abyemeye, nibashakashake mu nzu y'ububiko bw'umwami aho i Babiloni, barebe niba umwami Sirusi yarategetse koko ko iyi Ngoro y'Imana yubakwa i Yeruzalemu, maze batwohereze icyemezo cy'umwami kuri icyo kibazo.»

## Ezira 6

### Igisubizo cy'umwami Dariyusi

1Ni bwo umwami Dariyusi yatanze itegeko ryo gushakashaka mu nzu y'ububiko bw'ibyabaye mu bihe bya kera, bibitse aho i Babiloni.

2Nuko mu kigo cy'umwami cyari ahitwa Ekibatani mu gihugu cy'Abamedi, bahabona igitabo kizinze cyari cyanditseho ngo: «Ibya kera—

3Mu mwaka wa mbere w'ingoma ye, umwami Sirusi yatanze itegeko ryerekeye Ingoro y'Imana y'i Yeruzalemu. Iyo Ngoro izongera kubakwa kugira ngo bayituriremo ibitambo, kandi bazayubake aho yahoze mbere. Ubuhagarike bwayo buzaba imikono mirongo itandatu, n'ubugari bwayo imikono mirongo itandatu.

4Izubakwa n'impushya eshatu z'amabuye abajwe, n'uruhushya rumwe rw'ibiti, kandi ibizatangwa byose bikazishyurwa ku mutungo w'umwami.

5Byongeye, ibikoresho bya zahabu na feza byo mu Ngoro y'Imana Nebukadinetsari

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

yari yaranyaze akabijyana i Babiloni, bizasubizwe mu Ngoro y'i Yeruzalemu; buri gikoresho gishyirwe mu mwanya wacyo mu Ngoro y'Imana.»

6«None rero mwebwe, Tatenayi, umutegeka w'ibihugu by'iburengerazuba bwa Efurati, Shetari-Bozenayi na bagenzi banyu mutegeka muri ako karere, ibyo nimubyihorere.

7Nimureke umutegetsi w'Abayahudi n'abatware babo bakomeze imirimo yabo, maze Ingoro y'Imana yubakwe aho yahoze na mbere.

8Dore kandi amategeko ntanze yerekeye uko muzafasha abakuru b'Abayahudi, kugira ngo Ingoro y'Imana yubakwe: muzafate ku mutungo w'umwami, ukomoka ku misoro y'ibihugu by'iburengerazuba bwa Efurati, kugira ngo abo bantu bazajye bishyurwa vuba ibyo batanze, kandi nta kiburaho.

9N'ibyo bazaba bakeneye byose ngo babitureho ibitambo Imana Nyir'ijuru, byaba ibimasa, za rugeyo n'intama, ingano, umunyu, divayi cyangwa amavuta, bazabihabwe buri munsi nta nkomyi, uko abaherezabitambo b'i Yeruzalemu bazaba babigennye;

10bityo bashobore gutura Imana Nyir'ijuru ibitambo byo kumugusha neza kandi basabire umwami n'abana be kuramba.

11Dore n'ikindi ntegetse: umuntu wese uzarenga kuri iri teka, bazarandure inkingi yo mu nzu ye, bayishinge maze bayimubambeho, kandi inzu ye bayihindure itongo.

12Kandi Imana yahatuje izina ryayo, iratsinde umwami uwo ari we wese, n'ihanga iryo ari ryo ryose bazarenga kuri iri tegeko, bakarambura ukuboko kwabo kugira ngo basenye iyo Ngoro y'Imana y'i Yeruzalemu. Jyewe Dariyusi, nshyizeho iri tegeko, kandi rizubahirizwe uko ritanzwe.»

13Nuko Tatenayi, umutegeka w'ibihugu by'iburengerazuba bwa Efurati, Shetari-Bozenayi na bagenzi babo, bakora ibihuje n'itegeko ryatanzwe n'umwami Dariyusi.

### Ibirori byo gutaha Ingoro y'Imana

14Abatware b'Abayahudi bakomeza kubaka kandi bigenda neza, batewe inkunga n'abahanuzi Hagayi na Zakariya mwene Ido. Nuko Ingoro barayuzuza, bakurikije itegeko ry'Imana ya Israheli, n'irya Sirusi, n'irya Dariyusi, abami b'Abaperisi.

15Bujuje Ingoro ku munsi wa gatatu w'ukwezi kwa Adari, mu mwaka wa gatandatu w'ingoma y'umwami Dariyusi.

16Maze Abayisraheli, abaherezabitambo, abalevi n'abatahutse mu bajyanywe bunyago, bakorana ibyishimo umunsi mukuru wo gutaha Ingoro y'Imana.

17Kubera ibyo birori byo gutaha iyo Ngoro y'Imana, batuye ibimasa ijana, za rugeyo magana abiri, intama magana ane; byongeye kandi, kugira ngo bahongerere icyaha cya Israheli yose, batura n'amasekurume cumi n'abiri, bakurikije umubare w'imiryango ya Israheli.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[18]Bashyiraho abaherezabitambo bakurikije amazu bakomokamo, n'abalevi bakurikije imitwe yabo, ngo bajye basimburana mu gukorera Imana i Yeruzalemu, nk'uko byanditswe mu gitabo cya Musa.

### Abayahudi bahimbaza umunsi mukuru wa Pasika

[19]Ku munsi wa cumi na kane w'ukwezi kwa mbere, abari barajyanywe bunyago bahimbaza umunsi mukuru wa Pasika.

[20]Koko rero abalevi bari barisukuye, bose ari abasukure; nuko bica intama za Pasika babigirira abari barajyanywe bunyago bose, abavandimwe babo b'abaherezabitambo kandi na bo ubwabo.

[21]Abayisraheli bagarutse mu bari barajyanywe bunyago, basangira Pasika bifatanyije n'abandi bose bitandukanyije n'ingeso mbi z'abanyamahanga bo muri icyo gihugu, bagira ngo bashakashake Uhoraho, Imana ya Israheli.

[22]Bahimbaza mu byishimo iminsi mikuru y'imigati idasembuye uko yari irindwi, kuko Uhoraho yari yabashimishije agahindura umutima w'umwami wa Ashuru, akanawushyiramo uwo mugambi wo kubafasha mu mirimo y'Ingoro y'Imana, ari yo Mana ya Israheli.

## Ezira 7

# UBUTUMWA BWA EZIRA

### Ezira umwigishamategeko

[1]Nyuma y'ibyo, ku ngoma y'umwami Aritashuweru, umwami w'Abaperisi, haza Ezira mwene Seraya, mwene Azariya, mwene Hilikiya,

[2]mwene Shalumi, mwene Sadoki, mwene Ahitubi,

[3]mwene Amariya, mwene Azariya, mwene Merayoti,

[4]mwene Zerahiya, mwene Uzi, mwene Buki,

[5]mwene Abishuwa, mwene Pinehasi, mwene Eleyazari, mwene Aroni, umuherezabitambo mukuru.

[6]Ezira uwo azamuka ava i Babiloni. Yari umwigisha kabuhariwe mu by'amategeko ya Musa, yatanzwe n'Uhoraho, Imana ya Israheli. Umwami amuha ibyo yari asabye byose, kuko Uhoraho Imana ye yari kumwe na we.

[7]Nuko mu mwaka wa karindwi w'ingoma ya Aritashuweru, abandi Bayisraheli barimo abaherezabitambo, abalevi, abaririmbyi, abanyanzugi n'abahereza, na bo barazamuka, bajya i Yeruzalemu.

[8]Ezira agerana na bo i Yeruzalemu mu kwezi kwa gatanu k'umwaka wa karindwi uwo mwami ari ku ngoma.


© 2012, Bible Society of Rwanda.

9Koko kandi, ku munsi wa mbere w'ukwezi kwa mbere, ni ho yari yiyemeje guhaguruka akava i Babiloni, nuko agera i Yeruzalemu ku munsi wa mbere w'ukwezi kwa gatanu, kuko Imana ye yari kumwe na we.

10Ezira kandi yari yarimenyereje gucengera amategeko y'Uhoraho no kuyazirikana, akigisha Abayisraheli ayo mabwiriza n'amateka.

### Ezira ahabwa ubutumwa n'umwami Aritashuweru

11Dore ibyari bikubiye mu rwandiko umwami Aritashuweru yahaye Ezira, umuherezabitambo n'umwanditsi wabuhiriye mu kwigisha amategeko n'amatangazo y'Uhoraho yerekeye Israheli:

12«Aritashuweru, umwami w'abami, kuri Ezira umuherezabitambo, n'umwigishamategeko y'Imana Nyir'ijuru, gira amahoro!

13Dore icyo jyewe ntegetse: umuntu wese wo mu muryango wa Israheli utuye mu gihugu cyanjye, yaba umuherezabitambo, umulevi, cyangwa se undi uwo ari we wese, wiyemeje kujya i Yeruzalemu ku bushake bwe, najyane nawe!

14Naho wowe, umwami n'abajyanama be uko ari barindwi barakohereje ngo ujye kugenzura igihugu cya Yuda na Yeruzalemu, ubafashe gukurikiza amategeko y'Imana yawe wahawe.

15Uzajyanayo feza na zahabu umwami n'abajyanama be batuye ku bushake bwabo Imana ya Israheli, yo iganje mu Ngoro yayo i Yeruzalemu.

16Uzajyana kandi na feza na zahabu yose uzasaruza mu ntara yose ya Babiloni, hamwe n'amaturo imbaga n'abaherezabitambo bazatanga ku bushake bwabo, babigirira Ingoro y'Imana y'i Yeruzalemu.

17Muri izo feza uzaguramo ibimasa, za rugeyo, intama, n'ibindi bakoresha batura ibitambo, hamwe n'ibinyobwa bijyana na byo, maze uzabiturire ku rutambiro rw'Ingoro y'Uhoraho i Yeruzalemu.

18Naho feza na zahabu zizasaguka, wowe n'abavandimwe bawe muzarebe icyo mwazikoresha, mukurikije nanone ugushaka kw'Imana yanyu.

19Ibikoresho bigenewe Ingoro y'Imana yawe uzahabwa, uzabishyire imbere y'Imana iri i Yeruzalemu.

20N'ibindi uzabona bikenewe mu Ngoro y'Imana yawe, uzabishake maze bizishyurwe ibivuye ku mutungo w'umwami.

21Jyewe, umwami Aritashuweru, mpaye abanyabintu bose bo mu bihugu by'iburengerazuba bwa Efurati iri tegeko: icyo Ezira umuherezabitambo n'umwigishamategeko y'Imana Nyir'ijuru azabaka cyose, muzakimuhe,

22muzagarukirize ku matalenta ijana ya feza, intonga ijana z'ingano, intango ijana za


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

divayi, ibibindi by'amavuta ijana, n'umunyu uzaba ukenewe wose.

23Mbese, icyo Imana Nyir'ijuru izategeka cyose, muzagikorane ubwitonzi mubigiriye Ingoro y'Imana Nyir'ijuru, hato uburakari bwayo butazagurumanira ku gihugu cy'umwami no ku bahungu be.

24Turabamenyesha kandi ko mu baherezabitambo, abalevi, abaririmbyi, abanyanzugi n'abahereza b'iy'Ingoro y'Imana, mutemerewe kugira uwo mwaka amaturo, umusoro cyangwa amakoro.

25Naho wowe Ezira, ufashijwe n'ubwitonzi Imana yawe yakwihereye, uzashyireho abategetsi n'abacamanza kugira ngo bajye barenganura abatuye ibihugu by'iburengerazuba bwa Efurati bose; maze ari abazi amategeko y'Imana yawe, ari n'abatarayamenya, bose uzayabigishe.

26Maze uwo ari we wese utazakurikiza amategeko y'Imana yawe kimwe n'ay'umwami, ajye acirwa urubanza rukaze nko kwicwa, gucibwa, kunyagwa ibye cyangwa gufungwa.»

### Ezira ashimira Imana

27(Hanyuma, jyewe Ezira ndangurura ijwi, ndavuga nti) «Nihasingizwe Uhoraho, Imana y'abasokuruza bacu, yo yashyize mu mutima w'umwami icyubahiro kingana gitya cy'Ingoro y'Uhoraho!

28Ni we kandi watumye umwami anyikundira, hamwe n'abajyanama be n'ibikomangoma bye byose!»

### Ezira avuga abemeye kuzamukana na we

Nuko mpagurukana imbaraga, kuko Uhoraho Imana yanjye yari kumwe nanjye, nkoranyiriza hamwe abatware ba Israheli, kugira ngo tuzamukane.

## Ezira 8

1Dore abatware b'amazu ya Israheli twazamukanye tuva i Babiloni, ku ngoma y'umwami Aritashuweru, n'ibisekuru byabo:

2Muri bene Pinehasi ni Gerishomu; muri bene Itamari ni Daniyeli; muri bene Dawudi ni Hatushi;

3muri bene Shekanya ni... ; muri bene Paroshi ni Zekariya, wandikanywe n'abagabo ijana na mirongo itanu;

4muri bene Pahati-Mowabu ni Eliyonayi, mwene Zerahiya, wari kumwe n'abagabo magana abiri;

5muri bene Zatu ni Shekaniya, mwene Yahaziyeli, wari kumwe n'abagabo magana atatu;

6muri bene Adini ni Ebedi mwene Yonatani, wari kumwe n'abagabo mirongo itanu;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7muri bene Elamu ni Yeshaya mwene Ataliya, wari kumwe n'abagabo mirongo irindwi;

8muri bene Shefatiya ni Zebadiya mwene Mikayeli, wari kumwe n'abagabo mirongo inani;

9muri bene Yowabu ni Obadiya mwene Yehiyeli, wari kumwe n'abagabo magana abiri na cumi n'umunani;

10muri bene Bani ni Shelomiti mwene Yozifiya, wari kumwe n'abagabo ijana na mirongo itandatu;

11muri bene Bebayi ni Zekariya mwene Bebayi, wari kumwe n'abagabo makumyabiri n'umunani;

12muri bene Azigadi ni Yohanani mwene Hakatani, wari kumwe n'abagabo ijana na cumi;

13muri bene Adonikamu ni abahererezi babo, ari bo Elifeleti, Yeyeli na Shemaya, bari kumwe n'abagabo mirongo itandatu;

14no muri bene Biguwayi ni Utayi mwene Zabudi, wari kumwe n'abagabo mirongo irindwi.

### Ezira na bagenzi be bitegura gusubira i Yeruzalemu

15Abo bose rero mbakoranyiriza hafi y'umugezi ugana Ahawa, tuhaca ingando, tuhamara iminsi itatu. Muri bo harimo ba rubanda n'abaherezabitambo, ariko sinabasangamo habe n'umuntu n'umwe wo muri bene Levi.

16Ubwo mpera ko nohereza Eliyezeri, Ariyeli, Shemaya, Elinatani, Yaribu, Elinatani wundi, Natani, Zekariya na Meshulamu b'abatware,

17mbategeka kujya kwa Ido, umutware w'ahitwa Kasifiya; maze mbumvisha ibyo bagomba kubwira Ido n'abavandimwe be batuye i Kasifiya, kugira ngo batwohereze abazahereza mu Ngoro y'Imana yacu.

18Kubera ubugwaneza bw'Imana yacu, batuzanira Sherebiya, wari umugabo w'umunyabwenge wo muri bene Mahali, mwene Levi, mwene Israheli, hamwe n'abahungu be n'abavandimwe be, uko ari cumi n'umunani.

19Batuzanira na Yeshabiya n'umuvandimwe we Yeshaya, bo muri bene Merari, hamwe n'abahungu babo uko ari makumyabiri.

20Mu bahereza, ari bo Dawudi n'abatware bari barahaye abalevi ngo babafashe, haje abantu magana abiri na makumyabiri, bose bandikwa mu mazina yabo.

21Aho ngaho hafi y'umugezi wa Ahawa, mpatangariza igisibo kugira ngo twicishe bugufi imbere y'Imana yacu, kandi ngo dushobore kugenda nta nkomyi, twe ubwacu n'abavandimwe bacu, kimwe n'ibintu byacu byose.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22 Koko rero nari nagize isoni zo gusaba umwami umutwe w'ingabo z'abanyamafarasi ngo baturinde mu rugendo, kandi twari twarabwiye umwami, tuti «Abayishakashaka bose, Imana ntihwema kubarindisha ububasha bwayo, ariko kandi uburakari bwayo bukagurumanira abayanga bose.»

23 Nuko rero dusiba kurya, kandi dusaba Imana yacu kutugirira iyo neza, maze iratwumvira.

24 Hanyuma mfata cumi na babiri mu batware b'abaherezabitambo, hamwe na Sherebiya, Hashabiya n'abandi icumi mu bavandimwe babo,

25 maze mbapimira feza, zahabu n'ibikoresho byose byagenewe Ingoro y'Imana yacu, byari byatuwe n'umwami n'abajyanama be, n'abatware be, n'Abayisraheli bose bari aho.

26 Ubwo mbapimira amatalenta ya feza magana atandatu na mirongo itanu, ibikoresho bya feza byanganaga n'amatalenta ijana, hamwe n'amatalenta ijana ya zahabu.

27 Mbaha n'amasahani makumyabiri ya zahabu yari afite agaciro k'amadarikiigihumbi, n'ibikombe bibiri binini byacuzwe mu muringa w'indobanure bakabisigaho zahabu, byari bifite agaciro nk'ak'ibya zahabu.

28 Hanyuma ndababwira nti «Mwebwe mweguriwe Uhoraho kimwe n'ibi bikoresho, kandi iyi feza na zahabu ni ibyo abavandimwe banyu batuye Uhoraho, Imana y'abasokuruza banyu, ku bushake bwabo;

29 murabyiteho rero kugeza ubwo muzabipimira imbere y'abatware b'abaherezabitambo, n'ab'abalevi, n'ab'amazu ya Israheli i Yeruzalemu, mu byumba by'Ingoro y'Uhoraho.

30 Nuko abaherezabitambo n'abalevi bafata feza, zahabu n'ibikoresho byapimwe, kugira ngo babijyane i Yeruzalemu, mu Ngoro y'Uhoraho, Imana yacu.

### Uko bageze i Yeruzalemu

31 Bukeye, ku munsi wa cumi na kabiri w'ukwezi kwa mbere, duhaguruka aho ku mugezi wa Ahawa, tugana i Yeruzalemu. Imana yacu yari kumwe natwe, maze muri urwo rugendo idukiza ibiganza by'umwanzi n'iby'umwambuzi wari utwubikiye.

32 Nuko tugera i Yeruzalemu, tuharuhukira iminsi itatu.

33 Ku munsi wa kane, ya feza, zahabu n'ibindi bikoresho tubipimira mu Ngoro y'Imana yacu, maze bishyikirizwa umuherezabitambo Meremoti mwene Uriya, na Eliyazari mwene Pinehasi, bari kumwe na Yozabadi mwene Yozuwe, na Noyadiya mwene Binuwi b'abalevi.

34 Byose biraboneka, ari umubare ari n'uburemere, maze byose birandikwa. Icyo gihe,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

35abari barajyanywe bunyago batura Imana ya Israheli ibimasa cumi na bibiri, za
rugeyo mirongo cyenda n'esheshatu, intama mirongo irindwi n'indwi, amasekurume
cumi n'abiri, byo guhongerera ibyaha bya Israheli yose: byose biturwa Uhoraho ho
igitambo gitwikwa.

36Hanyuma, amategeko y'umwami ashyikirizwa abatware be n'abafasha babo, bo mu
bihugu by'iburengerazuba bwa Efurati, maze na bo bashyigikira imbaga n'Ingoro
y'Imana.

## Ezira 9

### Ikibazo cy'abashakanye n'abagore b'abanyamahanga

1Ibyo birangiye, abatware baranyegera, barambwira bati «Abayisraheli, ndetse
abaherezabitambo n'abalevi, nta bwo bitandukanyije n'abanyamahanga batuye muri
iki gihugu n'ubwo abo bantu (ari bo Abakanahani, Abaheti, Abaperezi, Abayebuzi,
Abahamoni, Abamowabu, Abanyamisiri n'Abahemori) bakoraga amahano menshi.

2Bo n'abahungu babo babashatsemo abagore, maze ubwoko butagatifu bwivanga
n'abanyamahanga! Abatware n'abanyacyubahiro, ni bo babanje guhemuka!»

3Maze ngo mbyumve, mpera ko nshishimura umwambaro wanjye n'igishura cyanjye,
nipfura imisatsi n'ubwanwa, nicara hasi ndumirwa.

4Abari bagifite igitinyiro cy'amagambo y'Imana ya Israheli, bateranira iruhande
rwanjye kubera ubwo buhemu bw'abari barajyanywe bunyago; naho jye nkomeza
kwicara numiwe, kugeza igihe cy'igitambo cya nimugoroba.

### Ezira asabira abahemutse

5Igihe cy'igitambo cya nimugoroba kigeze, mpaguruka aho nari nicaye nigunze,
umwambaro wanjye n'igishura cyanjye byashwanyaguritse, maze ndapfukama,
ntega amaboko nyerekeje kuri Uhoraho Imana yanjye.

6Nuko ndavuga nti «Mana yanjye, ubu mfite isoni n'ikimwaro ku buryo ntatinyuka
kubura amaso, ngo nkwerekezeho uruhanga rwanjye. Mu by'ukuri, Mana yanjye,
ibicumuro byacu byariyongereye bisumba imitwe yacu, n'ibyaha byacu birarundana
bigera ku ijuru.

7Kuva igihe cy'abasokuruza bacu kugeza ubu twaracumuye bikabije, kandi kubera
ibyaha byacu twebwe ubwacu, hamwe n'abami n'abaherezabitambo bacu,
twagabijwe abami b'amahanga, tugabizwa inkota, ukujyanwa bunyago, gusahurwa
no gukozwa isoni, mbese nk'uko bimeze uyu munsi.

8Ariko kandi, mu kanya gato, Uhoraho Imana yacu yatugiriye imbabazi, adusigira aka
gasigisigi k'abarokotse, kandi aduha umwanya ahantu he hamweguriwe; bityo Imana
yacu yaratumurikiye, inadusubiza ubugingo mu gihe cy'ubushikamirwe bwacu.

9N'ubwo tukiri abacakara, Imana yacu ntiyadutereranye mu bushikamirwe bwacu;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ahubwo yatumye abami b'Abaperisi batugirira impuhwe maze tubona agahenge kugira ngo ahari amatongo tuhavugururure tuhubaka Ingoro y'Imana yacu, kandi twibereho muri Yuda n'i Yeruzalemu mu mutekano.

10Ariko se, Mana yacu, ubu twavuga iki nyuma y'ibyo? Kandi twaranze amategeko yawe,

11watumye abagaragu bawe b'abahanuzi ngo bayadushyikirize, ugira uti 'Igihugu mugiye kwinjiramo ngo mukigarurire, ni igihugu cyahumanyijwe n'abaturage bagituye; baracyandavuje impande zose, bagikwizamo amahano.

12None rero, ntimuzabashyingire abakobwa banyu, n'abahungu banyu ntimuzabashakire abakobwa babo! Muzababuze amahoro no kumererwa neza, bityo muzarusheho gukomera, murye ibyiza byo muri iki gihugu kandi muzagisigireho umurage urubyaro rwanyu, ruzagihorane.'

13None rero, Mana yacu, ibyo byago byose byatubayeho bitewe n'ibikorwa byacu bibi n'amakosa yacu akabije; nyamara ntiwaduhaniye ibyaha byacu uko twari tubikwiye, ahubwo udusigira aka gasigisigi ureba k'abarokotse.

14Ubu se twakongera dute kurenga ku mategeko yawe, maze tugashyingirana n'abo bantu b'inkozi z'ibibi? Aho ntuzaturakarira ukadutsemba, maze ntihagire n'umwe urokoka ngo asigare?

15Uhoraho Mana ya Israheli, ubuntu bwawe ni bwo dukesha kuba twarasigaye turi agasigisigi k'abarokotse, nk'uko tumeze ubu. Ngaha twebwe b'abanyabyaha duhagaze imbere yawe, n'ubwo tutabikwiye.»

## Ezira 10

### Abayahudi birukana abagore b'abanyamahanga

1Uko Ezira yasengaga asaba imbabazi, akarira apfukamye imbere y'Ingoro y'Uhoraho, ni ko Abayisraheli benshi, abagabo, abagore n'abana, bakoraniraga iruhande rwe, kandi bose barariraga cyane.

2Nuko Shekaniya mwene Yehiyeli, wo muri bene Elamu, abwira Ezira ati «Twahemukiye Imana yacu, turongora abagore twakuye mu banyamahanga, batuye iki gihugu. Nyamara, n'ubwo ari uko bimeze, Israheli iracyafite icyizere.

3None rero, reka tugirane isezerano n'Imana yacu, tuyemerere ko tugiye kwirukana abo bagore bacu b'abanyamahanga n'abana babo, dukurikije inama y'umutegetsi wanjye n'iy'abatinya itegeko ry'Imana yacu. Dukwiye kugenza dutyo, dukurikije itegeko!

4Haguruka, kuko ibyo ari wowe bireba! Kandi natwe turaba turi kumwe; komera kandi ubikore!»

5Ezira ni ko guhaguruka, arahiza abatware b'abaherezabitambo, abalevi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'Abayisraheli bose ko bazabitunganya nk'uko byavuzwe; nuko bararahira.

6Ezira ahaguruka aho yahoze imbere y'Ingoro y'Uhoraho, ajya mu cyumba cya Yohanani mwene Eliyashibu. Ahageze ntiyarya umugati kandi ntiyanywa amazi, kuko yari mu kababaro kubera ubuhemu bw'abajyanywe bunyago.

7Hanyuma, babitangaza mu gihugu cyose cya Yuda n'i Yeruzalemu, bahamagaza abajyanywe bunyago bose, ngo bateranire i Yeruzalemu.

8Uzaba atarahagera mu minsi itatu nk'uko abatware bakuru babyemeje, azanyagwa ibintu bye byose kandi na we ubwe acibwe mu ikoraniro ry'abajyanywe bunyago.

9Nuko abantu bose ba Yuda n'aba Benyamini bagera i Yeruzalemu nyuma y'iminsi itatu, barahakoranira; hari ku munsi wa makumyabiri w'ukwezi kwa cyenda. Imbaga yose iguma imbere y'Ingoro y'Imana, bahinda umushyitsi kubera icyo gikorwa, no kubera imvura nyinshi yagwaga.

10Ezira umuherezabitambo arahaguruka, maze arababwira ati «Mwarahemutse, mushaka abagore b'abanyamahanga, maze mwongera mutyo ibyaha bya Israheli.

11None rero, nimuhe ikuzo Uhoraho, Imana y'abasokuruza banyu, kandi murangize ugushaka kwe: nimuce ukubiri n'abo banyamahanga batuye iki gihugu kandi mutandukane n'abagore mwabashatsemo!»

12Ikoraniro ryose rirasubiza mu ijwi riranguruye, riti «Ni byo koko! Tugomba kubikora uko ubivuze!

13Ariko kandi turi benshi kandi ni mu itumba; ntitwashobora kuguma hanze. Uretse n'ibyo, ntibyatunganywa mu munsi umwe cyangwa ibiri, kuko muri ibyo twacumuye turi benshi.

14None rero, abatware bacu nibagume hano mu izina ry'ikoraniro ryose, naho abo mu migi yacu bashatse abagore b'abanyamahanga bose, bazaze mu gihe kizaba cyabagenewe. Bazazane n'abakuru ba buri mugi n'abacamanza bawo, kugeza ubwo uburakari bw'Imana yacu bwatewe n'icyo cyaha twakoze, buzaba bumaze gucuba.»

15Nyamara Yonatani mwene Asaheli, na Yahizeya mwene Tikuwa barabirwanya, na Meshulamu na Shabatayi w'umulevi barabashyigikira.

16Ariko abari barajyanywe bunyago babigenza nk'uko byari byavuzwe. Ezira umuherezabitambo atoranya abatware b'amazu akurikije imiryango bavukamo, buri wese agahamagarwa mu izina rye. Nuko bateranira hamwe ku munsi wa mbere w'ukwezi kwa cumi, bagira ngo basuzume icyo kibazo.

17Ku munsi wa mbere w'ukwezi kwa mbere, ni ho bari barangije gusuzuma ibyerekeye abagabo bashatse abagore b'abanyamahanga.

### Intondeke y'Abayahudi bacumuye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

18 Mu bahungu b'abaherezabitambo, abo basanze barashatse abagore
b'abanyamahanga ni aba: Muri bene Yozuwe, umuhungu wa Yosadaki,
n'abavandimwe be ni Maseya, Eliyezeri, Yaribu na Gedaliya;

19 barahirira ko bemeye kwirukana abagore babo, kandi bagatura na rugeyo imwe ho
impongano y'icyaha cyabo;

20 muri bene Imeri ni Hamani na Zebadiya;

21 muri bene Harimu ni Maseya, Eliya, Shemaya, Yehiyeli na Uziya;

22 muri bene Pashuru ni Eliyonayi, Maseya, Yishimayeli, Netaneli, Yozabadi na
Eleyasa.

23 Mu balevi ni Yozabadi, Shimeyi, Kelaya ari we Kelita, Petahiya, Yehuda na Eliyezeri.

24 Mu baririmbyi ni Eliyashibu na Zakuri. Mu banyanzugi ni Shalumi, Telemi na Uri.

25 Naho mu Bayisraheli basanzwe ni aba: muri bene Parewoshi ni Ramiya, Yiziya,
Malikiya, Miyamini, Eleyazari, Malikiya wundi na Benaya;

26 muri bene Elamu ni Mataniya, Zekariya, Yehiyeli, Abudi, Yeremoti na Eliya;

27 muri bene Zatu ni Eliyonayi, Eliyashibu, Mataniya, Yeremoti, Zabadi na Aziza;

28 muri bene Bebayi ni Yehohanani, Hananiya, Zabayi na Atilayi;

29 muri bene Bani ni Meshulamu, Maluki, Adaya, Yashubi, Sheyali na Yeramoti;

30 muri bene Pehati-Mowabu ni Adina, Kelali, Benaya, Maseya, Mataniya, Besaleli,
Binuwi na Manase;

31 muri bene Harimu ni Eliyezeri, Yishiya, Malikiya, Shemaya, Simewoni,

32 Benyamini, Maluki na Shemariya;

33 muri bene Hashumi ni Matenayi, Matata, Zabadi, Elifeleti, Yeremayi, Manase na
Shimeyi;

34 muri bene Bani ni Madayi, Amuramu, Uweli,

35 Benaya, Bediya, Keluhu,

36 Waniya, Meremoti, Eliyashibu,

37 Mataniya, Matenayi, na Yasayi;

38 muri bene Binuwi ni Shimeyi,

39 Shelemiya, Natani na Adaya;

40 muri bene Azuri, ni Shashayi, Sharayi,

41 Azareli, Shelemiyahu, Shemariya,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

42Shalumi, Amariya, na Yozefu;

43muri bene Nebo ni Yehiyeli, Matitiya, Zabadi, Zebina, Yadayi, Yoweli na Benaya.

44Abo bose bari barashatse abagore b'abanyamahanga; nuko babirukanana n'abana
babo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Nehemiya

## Nehemiya 1

1Amagambo ya Nehemiya mwene Hakaliya.

### Nehemiya amenya ibyabaye i Yeruzalemu

Mu mwaka wa makumyabiri w'ingoma ya Aritashuweru, mu kwezi kwa Kisilewu, nari mu kigo ntamenwa cy'i Suza.

2Nuko haza Hanani, umwe mu bavandimwe banjye avuye mu gihugu cya Yuda, aherekejwe n'abantu bamwe. Mbabaza ibyerekeye Abayahudi barokotse, abasigaye mu bari barajyanywe bunyago, n'ibyerekeye Yeruzalemu.

3Baransubiza bati «Abarokotse bakaba barahatahukiye, ubu bari mu makuba akomeye kandi barasuzuguwe; inkike za Yeruzalemu zaratengutse, n'amarembo yayo barayatwitse.»

4Ngo numve ayo magambo nicara hasi, ndarira kandi mara iminsi myinshi mu kababaro; ngasiba kurya kandi ngasengera imbere y'Imana Nyir'ijuru.

5Ndavuga nti «Ndakwinginze, Uhoraho, Mana Nyir'ijuru, Mana ikomeye kandi igatera ubwoba, wowe ukomeza isezerano ryawe kandi ntuhemukire abagukunda bakanakurikiza amategeko yawe!

6Tega ugutwi kwawe rero, n'amaso yawe yitegereze, kugira ngo wumve isengesho ry'umugaragu wawe. Muri iki gihe ndasengera imbere yawe umunsi n'ijoro, nsabira Abayisraheli, abagaragu bawe, kandi ngashinja ibyaha byabo kuko twagucumuyeho.

7Twaraguhemukiye bikabije kandi ntitwakurikiza amategeko, amateka, n'amabwiriza wahaye Musa umugaragu wawe.

8Ndakwinginze ngo wibuke rya jambo wavugishije Musa umugaragu wawe, ugira uti 'Nimumpemukira, nzabatatanyiriza mu mahanga,

9ariko nimungarukira mugakomeza amategeko yanjye kandi mukayakurikiza, kabone n'aho abajyanywe bunyago banyu bazaba bari inyuma y'ijuru, nzabakoranya maze mbagarure aho nahisemo kugira ngo mpatuze izina ryanjye.'

10None se, abo si twebwe abagaragu bawe n'umuryango wawe warokoye, ukoresheje ububasha n'imbaraga bitagereranywa by'ukuboko kwawe?

11Ndakwinginze rero, Nyagasani, tega ugutwi isengesho ry'umugaragu wawe, n'iry'abagaragu bawe bashimishwa no kubaha izina ryawe. Ha umugaragu wawe kurangiza neza uyu munsi icyo agamije, kandi wa muntu aze kunyakirana impuhwe!» Icyo gihe nari nshinzwe kujya mpereza umwami divayi.

## Nehemiya 2

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Nehemiya ahabwa uruhushya rwo kugaruka i Yeruzalemu

1 Bigeze mu kwezi kwa Nisani k'umwaka wa makumyabiri w'ingoma y'umwami Aritashuweru, kuko nari nshinzwe divayi, mfata divayi njya guhereza umwami. Kuva mbere, nta na rimwe nari nigeze ngira agahinda imbere ye.

2 Umwami ni ko kumbaza ati «Ni kuki ureba nk'ubabaye? Aho nturwaye? Waba se hari ikindi ufite kikubabaje ku mutima?» Mbyumvise ntahwa n'ubwoba bwinshi.

3 Nuko mbwira umwami, nti «Umwami arakarama! Nabura nte kurebana agahinda, kandi umurwa urimo imva z'abasokuruza banjye warasenyutse, n'amarembo yawo agatwikwa?»

4 Umwami arambaza ati «Icyo ushaka se ni iki?» Ako kanya nambaza Imana Nyir'ijuru,

5 maze nsubiza umwami, nti «Niba ibyo bitunganiye umwami, kandi umugaragu wawe akakugiraho ubutoni, unyohereze mu gihugu cya Yuda, mu murwa urimo imva z'abasokuruza banjye, kugira ngo nongere nywubake.»

6 Ubwo umwami yari yicaranye n'umwamikazi, ni ko kumbaza ati «Urugendo rwawe ruzamara igihe kingana iki? Uzagaruka ryari?» Umwami muha igihe nzamarayo, nuko arabishima, ni ko kubinyemerera.

7 Ndongera mbwira umwami, nti «Niba ibyo bitunganiye umwami, bampe inzandiko nshyira abategetsi b'ibihugu by'iburengerazuba bwa Efurati, kugira ngo bazandeke mpite, ngere mu gihugu cya Yuda.

8 Nibanyandikire kandi n'urundi rwandiko rwo gushyira Asafu umurinzi w'ishyamba ry'umwami, kugira ngo azampe ibiti byo kubazamo ibikingi by'amarembo yegereye Ingoro, iby'inkike z'umugi, ndetse n'iby'inzu nzabamo.» Umwami arabinyemerera byose, kuko Imana yari kumwe nanjye.

9 Ndagenda nsanga abategetsi b'iburengerazuba bwa Efurati, maze mbashyikiriza inzandiko z'umwami. Ubwo kandi umwami yari yampaye bamwe mu bakuru b'ingabo no mu banyamafarasi be ngo bamperekeze.

10 Sanabalati w'Umuhoroni, na Tobiya , umugaragu w'Umuhamoni, barabimenya kandi bababazwa cyane n'uko haje umuntu uzanywe no gushakira Abayisraheli ibyiza.

### Nehemiya agenzura inkike za Yeruzalemu

11 Ngeze i Yeruzalemu, nahamaze iminsi itatu.

12 Hanyuma nkabyuka nijoro, jye n'abantu bake mu bo twari kumwe, ariko nari ntaragira uwo mpishurira umugambi werekeye Yeruzalemu Imana yanjye yanshyize mu mutima. Nta yandi mafarasi twari dufite, uretse iyaje impetse.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Nuko muri iryo joro, nsohokera mu Irembo ryo ku Kibaya, ngenda nerekeje ku iriba ry'Ikiyoka no ku Irembo ry'Imyanda. Nitegereza nitonze inkike za Yeruzalemu zari zaratengaguritse, n'amarembo yayo yari yarakongotse.

14Ndakomeza ngera ku Irembo ry'Iriba n'ahagana ku kidendezi cy'umwami, hanyuma mbura aho nyuza ifarasi yari impetse.

15Nuko muri uwo mwijima, nzamuka iruhande rw'umugezi, nitegereza nitonze inkike, hanyuma nsubiza inzira najemo, ntahana mu Irembo ryo ku Kibaya.

16Ariko abatware ntibari bamenye aho nagiye, n'icyo nakoze; koko rero, kugeza ubwo nta cyo nari narahishuriye Abayahudi, abaherezabitambo, abanyacyubahiro, abacamanza, habe n'abandi bose bari bashinzwe imirimo.

17Noneho ndababwira nti «Murabona aya makuba turimo: Yeruzalemu yarasenyutse, n'amarembo yayo arashya. Nimuze, twubake inkike za Yeruzalemu, maze bareke kudusuzugura!»

18Nuko mbahishurira ubuntu Imana yanjye yari yangiriye ikanshyigikira, n'ibyo umwami yari yarambwiye byose. Nuko bavugira icyarimwe bati «Duhaguruke maze twubake!» Ni ko gutangirana umwete icyo gikorwa cyiza.

19Sanabalati w'Umuhoroni, Tobiya umugaragu w'Umuhamoni na Geshemu w'Umwarabu, ngo babyumve, baraduseka kandi baradusuzugura, bavuga bati «Ibyo mukora ni ibiki? Mbese mugiye kugomera umwami ?»

20Ndabasubiza nti «Imana Nyir'ijuru ubwayo izaduha kubigeraho; twebwe abagaragu bayo, tugiye guhaguruka twubake. Ariko mwebwe, nta mugabane, nta munani, nta n'urwibutso mufite muri Yeruzalemu!»

## Nehemiya 3

### Abayahudi bongera kubaka inkike za Yeruzalemu

1Eliyashibu, umuherezabitambo mukuru arahaguruka, hamwe n'abavandimwe be b'abaherezabitambo, nuko bubaka Irembo ry'Intama; bashinga ibikingi byaryo, babiteraho ibizingiti n'inzugi. Hanyuma barakomeza barubaka, bageza ku munara wa Hananeli.

2Iruhande rwabo abantu b'i Yeriko na bo baratangira barubaka, bakurikiwe na Zakuru mwene Imuri.

3Abahungu ba Hasena bubaka irembo ry'Amafi, bashinga ibikingi byaryo, babiteraho inzugi, hamwe n'ibyuma byazo n'amapata.

4Iruhande rwabo hubatswe na Meremoti mwene Uriya, mwene Hakosi; akurikirwa na Meshulamu, mwene Berekiya, mwene Mashezabeli, na we arubaka. Iruhande rwabo hubakwa na Sadoki mwene Bana;


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5akurirwa n'abantu b'i Tekowa na bo barubaka, ariko abanyacyubahiro baho banze kutwitabira, twebwe abategetsi babo.

6Irembo rya Yeshana ryubatswe na Yoyada mwene Paseya, na Meshulamu mwene Besodiya; ni bo bashinze ibikingi byaryo, babiteraho inzugi, hamwe n'ibyuma byazo n'amapata.

7Iruhande rwabo hubatswe na Melatiya w'i Gibewoni, na Yadoni w'i Meroni, bafatanyije n'abantu b'i Gibewoni n'ab'i Misipa; aho bubatse ni ahateganye n'ingoro y'umutegeka w'ibihugu by'iburengerazuba bwa Efurati.

8Uziyeli mwene Harihaya, umucuzi wa zahabu, na we arubaka, akurikirwa na Hananiya, umukozi w'imibavu; bombi basana inkike za Yeruzalemu, bageza ku nkike ngari.

9Iruhande rwabo hubatswe na Refaya mwene Hiri, umutware w'igice cya kabiri cy'akarere ka Yeruzalemu.

10Iruhande rwe hubaka Yedaya mwene Harumafu, yubatse aharebana n'inzu ye; akurikirwa na Hatushi mwene Hashabuneya, na we arubaka.

11Igice cyakurikiyeho cyubakwa na Malikiya mwene Harimu, afatanyije na Hashubi mwene Pahati-Mowabu, bageza ku munara w'Amatanura.

12Uwakurikiyeho ni Shalumi mwene Haloheshi, wategekaga ikindi gice cya kabiri cy'akarere ka Yeruzalemu, yubaka afatanyije n'abakobwa be.

13Irembo ryo ku Kibaya ryubakwa na Hanuni n'abaturage b'i Zanowahi; ni bo baryubatse kandi bariteraho inzugi, hamwe n'ibyuma byazo n'amapata; ndetse bubaka n'imikono igihumbi y'inkike, bageza ku Irembo ry'Imyanda.

14Naho Irembo ry'Imyanda, ryo ryubakwa na Malikiya mwene Rekabu, umutware w'akarere ka Betikeremi; ni we waryubatse kandi ariteraho inzugi, hamwe n'ibyuma byazo n'amapata.

15Shalumi mwene Kolihoze, umutware w'akarere ka Misipa, ni we wubatse Irembo ryo ku Iriba, ararisakara kandi ariteraho inzugi, hamwe n'ibyuma byazo n'amapata yazo; ndetse yubaka n'inkike ahateganye n'ikidendezi kiyoborera amazi mu busitani bw'umwami, kugeza ku madarajya amanuka mu Murwa wa Dawudi.

16Yakurikiwe na Nehemiya mwene Azibuki, umutware w'igice cya kabiri cy'akarere ka Betisuri, aba ari we wubaka ahateganye n'imva za Dawudi, ageza ku kidendezi gicukuwe vuba, no ku nzu y'Intwari.

17Abalevi bakurikiraho barubaka, barimo Rehumu mwene Bani; iruhande rwe hubakwa na Heshabiya, umutware w'igice cya kabiri cy'akarere ka Keyila, afatanyije n'abo mu karere ke.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

18 Nyuma yabo hubakwa n'abavandimwe babo, barimo Binuwi mwene Henadadi, umutware w'igice cya kabiri cy'akarere ka Keyila.

19 Akurikirwa na Ezeri mwene Yeshuwa, umutware w'i Misipa, aba ari we wubaka ikindi gice cy'ahazamuka hagana ku nzu babikagamo ibikoresho by'intambara, mu mfuruka y'inkike.

20 Iruhande rwe, Baruki mwene Zabayi, yubakana umwete ikindi gice ahereye ku mfuruka y'inkike, ageza ku muryango w'inzu ya Eliyashibu, umuherezabitambo mukuru.

21 Akurikirwa na Meremoti mwene Uriya, mwene Hakosi, aba ari we wubaka ikindi gice, ahereye ku muryango w'inzu ya Eliyashibu, ageza aho igarukira.

22 Abaherezabitambo bo mu turere dukikije Yeruzalemu bakurikiraho, na bo barubaka.

23 Bakurikirwa na Benyamini na Hashubi, bubaka ahateganye n'amazu yabo; Azariya mwene Maseya, mwene Ananiya na we akurikiraho, yubaka iruhande rw'inzu ye.

24 Binuwi mwene Henadadi yubaka ku kindi gice, kuva ku nzu ya Azariya kugeza ku iguni ry'inkike.

25 Hakurikiraho Palali mwene Uzayi, aba ari we wubaka hagati y'iguni n'umunara wo hejuru, wometse ku nzu y'umwami, bugufi y'ikibuga cy'abarinzi. Pedaya mwene Perewoshi,

26 afatanyije n'abahereza bari batuye i Ofeli, yubaka agana mu burasirazuba, ageza imbere y'Irembo ry'Amazi no ku munara wo hejuru.

27 Hakurikiraho abantu b'i Tekowa, baba ari bo bubaka ikindi gice, bahereye ahateganye n'umunara munini wo mu iguni, bageza ku nkike ya Ofeli.

28 Kuva hejuru y'Irembo ry'Amafarasi, hubakwa n'abaherezabitambo, buri muntu imbere y'inzu ye.

29 Abakurikiyeho ni Sadoki mwene Imeri, wubatse ahateganye n'inzu ye, na Shemaya mwene Shekaniya, umurinzi w'Irembo ry'iburasirazuba.

30 Hananiya mwene Sheramiya, na Hanuni, ari we wa gatandatu muri bene Asafu, bubaka ikindi gice; bakurikirwa na Meshulamu, mwene Berekiya, wubatse imbere y'inzu ye.

31 Malikiya, umucuzi wa zahabu, yubaka kugeza ku mazu y'abahereza n'ay'abacuruzi, ahateganye n'Irembo ry'Abagenzuzi, kugeza ku cyumba cyo hejuru y'iguni.

32 Maze hagati y'icyumba cyo hejuru y'iguni n'Irembo ry'Intama, hubakwa n'abacuzi ba zahabu hamwe n'abacuruzi.

## Abanzi bashaka kudindiza imirimo y'ubwubatsi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

33 Aho Sanabalati yumviye ko twubaka inkike, ararakara maze arabisha. Ahinyura Abayahudi

34 kandi avugira mu ruhame rw'abavandimwe be n'ingabo zari i Samariya, ati «Mbese bariya batindi b'Abayahudi bari mu biki? Aho ntibibwira ko biriya ari igikorwa cy'umunsi umwe? Mbese ye, ariya mabuye yahiye bariho batoragura mu matongo, ni yo agenewe kubaka?»

35 Na Tobiya w'Umuhamoni, wari iruhande rwe, ararisongera ati «Ngaho nibubake da! Ruriya rukuta rwabo, n'ingunzu imwe irwuriye, rwahita rutengagurika!»

36 Twumve, Mana yacu, kuko twasuzuguwe, maze ibitutsi badututse bibe ari bo bihama, kandi bazakorwe n'ikimwaro mu gihugu cy'ubucakara!

37 Wibababarira igicumuro cyabo cyangwa ngo ubahanagureho icyaha bakugiriye, kuko basuzuguye abubatsi.

38 Nuko turakomeza twubaka inkike, maze bidatinze ziba zigeze hagati, kuko imbaga yakoranaga umwete.

## Nehemiya 4

1 Sanabalati, Tobiya, Abarabu, Abahamoni n'Abashidodi bamaze kumenya ko isanwa ry'inkuta za Yeruzalemu rijya mbere, bumvise kandi ko dutangiye kuziba ibyuho, barushaho kurakara.

2 Bahuza umugambi kugira ngo baze gutera Yeruzalemu maze bayivutsemo imidugararo.

3 Nuko, tumaze gutakambira Imana yacu, dushyiraho abantu ngo babaturinde umunsi n'ijoro.

4 Nyamara abo muri Yuda baravugaga bati «Imbaraga z'abubatsi zirakendereye, kandi amatongo ni menshi, birenze urugero! Izi nkike ntituzashobora kuzubaka !»!»

5 Naho abanzi bacu bo baravuga bati «Ntibazigera batubona cyangwa ngo babimenye, tuzabagwa gitumo, tubice maze ibyo batangiye birangirire aho.»

### Nehemiya aha abubatsi intwaro

6 Abayahudi baturanye na bo baraza baratuburira, babigira nk'incuro cumi, batubwira bati «Barakorana, baturutse mu turere twose batuyemo, bagira ngo baze kudutera!»

7 Nuko nshyira rubanda inyuma y'inkike, nkabahagarika nkurikije amazu yabo, bitwaje inkota, amacumu n'imiheto byabo.

8 Maze kugenzura uko bahagaze, ndahaguruka mbwira abanyacyubahiro, abakuru n'imbaga yose, nti «Mwitinya bariya bantu! Nimwibuke Nyagasani n'imbaraga ze

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

zikangaranya, maze murwanirire abavandimwe n'abahungu banyu, abakobwa n'abagore banyu, ndetse n'ingo zanyu.»

9 Nuko abanzi bacu bumvise ko twaburiwe, Imana ibatera kureka umugambi wabo, maze twese tugaruka kubaka inkike, buri wese ku murimo we.

10 Ariko guhera uwo munsi, igice kimwe gusa cy'abantu banjye barubakaga, naho abandi bagahorana amacumu, ingabo, imiheto n'imyambaro y'intambara, bahagaze inyuma y'abo muri Yuda bose bakoraga.

11 Abikorezi bo, bakoreshaga akaboko kamwe, naho akandi gafashe intwaro.

12 Buri wese mu bubatsi, na we yubakaga afite inkota mu rukenyerero. Uwavuzaga ihembe we, yagumaga iruhande rwanjye.

13 Nuko mbwira abanyacyubahiro, abajyanama, ndetse n'imbaga yose, nti «Aho dukwiye gukora haracyari henshi kandi ntihegeranye, bigatuma dutatana ku mpande zose z'urukuta.

14 None rero aho muzumva ihembe rivugiye, muzahadusange muhakoranire, ubundi Imana yacu izaturwanirira.»

15 Nuko abo mu gice kimwe bakajya ku mirimo naho abandi bagafata amacumu yabo, kuva igihe umuseke ukebye kugeza ubwo inyenyeri zimurika.

16 Ubwo kandi ndongera mbwira imbaga, nti «Buri muntu n'umugaragu we bajye barara muri Yeruzalemu, bityo tuzagire abarinzi nijoro, naho ku manywa bakore.»

17 Naho jyewe hamwe n'abavandimwe banjye n'abagaragu banjye, ndetse n'abarinzi twagendanaga, nta n'umwe wiyamburaga imyambaro ye, buri wese yabaga afite intwaro ye, ayitwariye iburyo.

## Nehemiya 5

### Nehemiya akiza Abayahudi uburyamirane

1 Bukeye, abagabo n'abagore bo muri rubanda bijujutira abavandimwe babo b'Abayahudi.

2 Bamwe bakavuga bati «Abahungu bacu, abakobwa bacu ndetse natwe ubwacu tugomba kwigwatiriza, kugira ngo tubone ingano zo kurya maze tubeho!»

3 Abandi bakavuga bati «Amasambu yacu, imizabibu yacu n'ingo zacu, tugomba kubitangaho ingwate, kugira ngo tubone ingano muri iki gihe cy'inzara.»

4 Abandi na bo bati «Kugira ngo tubone amakoro y'umwami, twagujije feza tugwatirije amasambu yacu n'imizabibu yacu.

5 Nyamara twese turi bamwe, n'abahungu b'abavandimwe bacu ntibarusha abacu agaciro; ni iki rero cyatuma tugomba gutanga abahungu bacu n'abakobwa bacu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kugira ngo babagaragire? Ndetse bamwe mu bakobwa bacu bababereye abaja! Kandi nta n'icyo tugishoboye gukora ngo tubacungure, kuko amasambu yacu n'imizabibu yacu byitungiwe n'abandi!»

6Namaze kumva uko bijujuta n'amagambo yabo, ubwo mpita ndakara cyane.

7Nuko ngisha imitima inama, niyemeza gutonganya abanyacyubahiro n'abakuru, maze ndababwira nti «Mwese mukorera abavandimwe banyu umutwaro urenze urugero!» Hanyuma nkoranya abantu benshi kugira ngo tubamagane;

8maze ndababwira nti «Twebwe ubwacu twakoze uko dushoboye, ducungura abavandimwe bacu b'Abayahudi bari baragurishijwe mu mahanga, none ni mwebwe musigaye mucuruza abavandimwe banyu, mukabagurisha cyangwa mukabagura!» Nuko baraceceka, babura icyo bavuga.

9Ndakomeza ndababwira nti «Ibyomukora nta bwo ari byiza. Mbese ntimwagombye guhorana igitinyiro cy'Imana yacu, kugira ngo mwirinde gukozwa isoni n'amahanga atwanga?

10Nanjye ubwanjye, hamwe n'abavandimwe banjye n'abagaragu banjye, hari abo twagurije feza n'ingano. Nimuze tubaharire twese iyo myenda baturimo!

11Uyu munsi wa none, nimubasubize amasambu yabo, imizabibu, ibiti by'imizeti n'amazu byabo, mubegurire kandi imyenda babarimo, yaba iya feza, ingano, divayi nshya cyangwa se amavuta mwari mwarabagurije.»

12Barasubiza bati «Tuzabibasubiza kandi nta n'icyo tuzabaka; rwose tuzabigenza uko ubivuze.» Ubwo mpamagaza abaherezabitambo, maze ndahiza abantu imbere yabo ko bazagenza koko uko babyemeye.

13Hanyuma nkunkumura igishura cyanjye maze ndavuga nti «Imana iragakunkumura itya umuntu wese utazakurikiza iri jambo; maze imukure mu nzu ye no mu mutungo we! Ibye byose biragakunkumuka maze asigare amara masa.» Ikoraniro ryose ririkiriza riti «Amen!» kandi bose basingiza Uhoraho. Nuko imbaga ibikora uko byavuzwe.

14Igihugu cya Yuda nagitegetse imyaka cumi n'ibiri yose, kuva ku mwaka wa makumyabiri umwami Aritashuweru ari ku ngoma, kugeza ku wa mirongo itatu n'ibiri, nyamara muri icyo gihe cyose, ari jye, ari n'abavandimwe banjye, ntitwigeze dutungwa n'amaturo nk'ahabwa umutware.

15Naho abatware bambanjirije, bo bakandamizaga rubanda, buri munsi bakabaha amasikeli mirongo ine ya feza azagurwa imigati na divayi; abagaragu babo ndetse na bo bagashikamira imbaga. Ariko jye si ko nabigenjeje, kubera ko natinyaga Imana.

16Ahubwo nibanze cyane ku mirimo yo kubaka inkike, sinagira n'agasambu ngura. N'abagaragu banjye bose bafatanyaga n'abandi imirimo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17Abakuru n'abanyacyubahiro twasangiriraga hamwe iwanjye, bagera ku bagabo ijana na mirongo itanu, hatabariwemo n'abazaga badusanga baturutse mu mahanga adukikije.

18Buri munsi habagwaga ikimasa kimwe, intama esheshatu z'indobanure n'inkoko zitari nke, ariko byose bikishyurwa ibivuye ku mutungo wanjye; iminsi cumi yashira bakazana divayi ihagije bose. Nyamara n'ubwo byari bimeze bityo sinigeze nturwa nk'abatware, kuko rubanda bashengurwaga n'uburetwa.

19Mana yanjye, ndakwinginze ngo ujye wibuka ibyo nakoze byose ngirira iyi mbaga, maze ubinyiture.

## Nehemiya 6

### Barangiza gusana inkike, n'ubwo abanzi bababangamiye

1Sanabalati, Tobiya, Geshemu w'Umwarabu n'abandi banzi bacu bamenya ko nongeye kubaka inkike, kandi ko nta cyuho na kimwe kikiharangwa, n'ubwo icyo gihe nari ntarashyira inzugi ku marembo.

2Ni bwo Sanabalati na Geshemu bantumyeho, bati «Uraze, duhurire i Kefirimu mu kibaya cya Ono.» Naho bo bari bacuze inama yo kungirira nabi.

3Nanjye mbatumaho, mbasubiza nti «Umurimo ndimo nkora urakomeye; sinshobora kuwureka ngo nze. Kandi ndamutse nsize imirimo nkaza iwanyu, yose yahagarara; ibyo se naba mbishakiye iki?»

4Bakomeza kuntumaho batyo, babigira incuro enye zose, nanjye igisubizo kikaba cya kindi.

5Sanabalati yongera kuntumaho umugaragu we ubwa gatanu, ambwira kwa kundi. Yari yamuhaye ibaruwa ifunguye ,

6yanditsemo ngo «Geshemu aremeza yuko hari inkuru yakwiriye ibihugu, ivuga ko wowe n'Abayahudi mushaka kwivumbagatanya, akaba ari na cyo cyatumye mwubaka inkike; kandi barahamya ko ari wowe uzababera umwami.

7Baravuga kandi ko waba warashyizeho abahanuzi kugira ngo bakwamamaze hose muri Yeruzalemu, bavuga ngo 'Igihugu cya Yuda gifite umwami !' Ibyo byose kandi umwami azabimenya. None rero ngwino tujye inama.»

8Ubwo nanjye mutumaho, nti «Nta na kimwe cyabaye mu byo uvuga; byose ni wowe ubyihimbira!»

9Koko kandi bose babigiraga bashaka kudutera ubwoba, bibwira bati «Bazacika intege barambirwe, maze uwo murimo uhagarare!» Ibiramambu, ahubwo twarushagaho kuwushishikarira dushyizeho umwete.

10Nuko umunsi umwe njya kwa Shemaya, umuhungu wa Delaya mwene Mehetabeli,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

utari washoboye kwiyizira. Arambwira ati «Tuze guhurira mu Nzu y'Imana, maze twikingiranire imbere mu Ngoro; inzugi z'amarembo tuzifunge, kuko baza kukwica, iri joro nyine ni ho baza kukwica !»

11Ndamusubiza nti «Umugabo nkanjye yahunga? Ni nde muntu nkanjye wakwihisha mu Ngoro, maze agakomeza kubaho? Reka da, sinjya kuyihishamo.»

12Nari namenye ko ibyo ampanuriye atabitumwe n'Imana, ahubwo ko ari Tobiya wamuguriye.

13Bari bamuguriye, kugira ngo nze kugira ubwoba, nimbigenza ntyo mbe ncumuye, maze babone uko bankwiza igihugu, bankoze ikimwaro.

14Ndakwinginze, Mana yanjye, ngo ujye wibuka Tobiya kubera ubwo bugome bwe; kandi uzibuke na Noyadiya w'umuhanuzikazi, hamwe n'abandi bahanuzi bose, bashatse kuntera ubwoba.

15Nuko inkike zuzura ku munsi wa makumyabiri n'itanu w'ukwezi kwa Eluli; zari zubatswe mu minsi mirongo itanu n'ibiri.

16Aho abanzi bacu babimenyeye, amahanga yose aradutinya, maze barigaya ubwabo kandi bemera ko iyo mirimo twari tuyirangije tubikesha Uhoraho, Imana yacu.

17Muri icyo gihe amabaruwa abanyacyubahiro b'Abayahudi bandikiraga Tobiya aba urufaya, na we kandi akabasubiza.

18Koko rero, abenshi muri Yuda bari baragiranye na we amasezerano bashyiraho indahiro, kuko yari umukwe wa Shekaniya mwene Arahu; kandi na Yohanani, umuhungu we, yari yararongoye umukobwa wa Meshulamu, mwene Berekiya.

19Bandatiraga ibyiza Tobiya uwo akora kandi icyo mvuze cyose bakakimumenyesha, naho Tobiya akanyohererereza amabaruwa yo kuntera ubwoba.

## Nehemiya 7

### Bateganya uko bazarinda umugi

1Inkike z'umugi zamaze kuzura maze ntera inzugi ku marembo, hanyuma nshyiraho abanyanzugi (n'abaririmbyi n'abalevi).

2Nuko Hanani umuvandimwe wanjye mugira umutware wa Yeruzalemu, naho Hananiya aba umukuru w'ingabo zo mu kigo ntamenwa, kuko uwo mugabo w'inyangamugayo yarushaga abenshi kugirira Imana igitinyiro.

3Nuko ndabihanangiriza nti «Amarembo ya Yeruzalemu ntazakingurwe mbere y'uko izuba rirasa, nirijya kurenga mujye mukinga inzugi mushyireho ibihindizo; kandi abaturage ba Yeruzalemu mujye mubatoranyamo abarinzi, buri wese afate umwanya ahateganye n'inzu ye.»

### Uko Yeruzalemu yongeye guturwa

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

(Ezr 2,1–70)

4 Umugi wari munini mu mpande zawo zose ariko utuwe n'abantu bake cyane, kandi n'amazu yari atarongera kubakwa.

5 Ni bwo Imana yanjye inshyizemo igitekerezo cyo gukoranya abanyacyubahiro, abacamanza hamwe n'imbaga yose, kugira ngo babarurwe hakurikijwe amazu yabo. Mbanza kureba mu gitabo cy'abagarutse mbere, nsanga handitsemo ngo:

6 Dore abantu bo muri iyi ntara, Nebukadinetsari umwami wa Babiloni yari yarajyanye bunyago, hanyuma bakagaruka i Yeruzalemu no muri Yuda, buri wese agasubira mu mugi we.

7 Bazanye na Zorobabeli, Yozuwe, Nehemiya, Azariya, Ramiya, Nahamani, Morudokayi, Bilishani, Misipereti, Biguwayi, Nehumi na Bahana. Umubare w'imbaga ya Israheli ni uyu:

8 bene Parewoshi ni 2,172;

9 bene Shefatiya ni 372;

10 bene Arahu ni 652;

11 bene Pahati-Mowabu, ari bo bene Yezuwe na Yowabu ni 2,818;

12 bene Elamu ni 1,254;

13 bene Zatu ni 845;

14 bene Zakayi ni 760;

15 bene Binuwi ni 648;

16 bene Bebayi ni 628;

17 bene Azigadi ni 2,322;

18 bene Adonikamu ni 667;

19 bene Biguwayi ni 2,067;

20 bene Adini ni 655;

21 bene Ateri, ari bo bene Hizikiya ni 98;

22 bene Hashumi ni 328;

23 bene Besayi ni 324;

24 bene Harifu ni 112;

25 bene Gibewoni ni 95;

26 abantu b'i Betelehemu n'ab'i Netofa ni 188;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

27abantu b'i Anatoti ni 128;

28abantu b'i Beti-Azimaweti ni 42;

29abantu b'i Kiriyati-Yeyarimu, i Kefira n'i Beyeroti ni 743;

30abantu b'i Rama n'ab'i Geba ni 621;

31abantu b'i Mikimasi ni 122;

32abantu b'i Beteli n'ab'i Hayi ni 123;

33abantu b'i Nebo ni 52;

34bene Elamu wundi ni 1,254;

35bene Harimu ni 320;

36abantu b'i Yeriko ni 345;

37abantu b'i Lodi, Hadidi na Ono ni 721;

38bene Senaya ni 3,930.

39Abaherezabitambo ni aba: bene Yedaya, ari yo inzu ya Yozuwe, ni 973;

40bene Imeri ni 1,052;

41bene Pashuru ni 1,247;

42bene Harimu ni 1,017.

43Abalevi: bene Yozuwe, ari bo Kadamiyeli, Binuwi na Hodiya, ni 74.

44Abaririmbyi: bene Asafu ni 148.

45Abanyanzugi: bene Shalumi, bene Ateli, bene Talimoni, bene Akuba, bene Hatita na bene Shobayi, ni 138.

46Abahereza: bene Siha, bene Hasufa, bene Tabawoti,

47bene Kerosi, bene Siya, bene Padoni,

48bene Lebana, bene Hagaba, bene Shalimayi,

49bene Hanani, bene Gideli, bene Gahari,

50bene Reyaya, bene Resini, bene Nekoda,

51bene Gazamu, bene Uza, bene Paseya,

52bene Besayi, bene Mewuni, bene Nefisi,

53bene Bakibuki, bene Hakufa, bene Harihuri,

54bene Basiliti, bene Mehida, bene Harisha,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

55 bene Barikosi, bene Sisera, bene Temahu,

56 bene Nesiya na bene Hatifa.

57 Abahungu b'abagaragu ba Salomoni: bene Sotayi, bene Sofereti, bene Perida,

58 bene Yala, bene Darikoni, bene Gideli,

59 bene Shefatiya, bene Hatili, bene Pokereti-Hasebayimu na bene Amoni.

60 Abahereza bose n'abahungu b'abagaragu ba Salomoni, ni 392.

61 Dore kandi n'abandi bazamutse bava i Teli Melahu, i Teli Harisha, i Kerubi, i Adoni,
i Imeri; ariko bo ntibashoboye kubona icyemezo cy'uko amazu n'imiryango
bavukamo ari iya Israheli koko.

62 Barimo bene Delaya, bene Tobiya, bene Nekoda 642;

63 bakabamo na bamwe mu baherezabitambo ari bo bene Hobaya, bene Hakosi na
bene Barizilayi, wari warashatse umugore mu bakobwa ba Barizilayi w'Umugilihadi,
hanyuma akamwitirirwa.

64 Abo bose babashatse mu gitabo cy'amavuko, ariko ntibakibabonamo; ni ko
kubafata nk'abahumanye, bavanwa batyo ku murimo w'ubuherezabitambo.

65 Umunyacyubahiro na we ababuza kurya ku biribwa bitagatifu, kugeza ubwo
hazaboneka umuherezabitambo wabyemerewe, akabibaza Uhoraho akoresheje
ubufindo.

66 Ikoraniro ryose ryari rigizwe n'abantu 42,360;

67 utabariyemo abagaragu babo n'abaja, bari 7,337; kandi bari bafite abaririmbyi
n'abaririmbyikazi 245.

68 Hari ingamiya 435, n'indogobe 6,720.

69 Abenshi mu batware b'amazu bazana imfashanyo, bazitangiye icyo gikorwa.
Umunyacyubahiro ubwe yashyize mu bubiko amadarakima igihumbi ya zahabu,
ibikombe mirongo itanu bakoresha mu isukurwa, atanga n'amakanzu magana atanu
na mirongo itatu agenewe abaherezabitambo.

70 Abo batware b'amazu bashyize muri ubwo bubiko amadarakima ibihumbi
makumyabiri ya zahabu na mina ibihumbi bibiri na magana abiri bya feza.

71 Naho rubanda, bo batanze amadarakima ibihumbi makumyabiri ya zahabu, mina
ibihumbi bibiri bya feza, n'amakanzu mirongo itandatu n'arindwi agenewe
abaherezabitambo.

72 Nuko abaherezabitambo, abalevi n'igice kimwe cya rubanda batura i Yeruzalemu;
naho abanyanzugi, abaririmbyi, abahereza n'abandi Bayisraheli basigaye, bo
basubira mu migi yabo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Nehemiya 8

# EZIRA ATANGAZA AMATEGEKO Y'IMANA

### Ezira asomera amategeko mu ruhame

Mu mboneko z'ukwezi kwa karindwi, Abayisraheli bose baraza, baturutse mu migi batuyemo,

1maze imbaga yongera gukoranira ku kibuga cy'imbere y'Irembo ry'Amazi, bose bashyize hamwe. Nuko babwira Ezira, umwanditsi, ngo azane igitabo cy'Amategeko ya Musa , Uhoraho yari yarahaye Israheli.

2Ezira umuherezabitambo azana igitabo cy'Amategeko imbere y'ikoraniro ryose. Kuri uwo munsi wa mbere w'ukwezi kwa karindwi, hari hateraniye abagabo, abagore, mbese n'abandi bose baciye akenge.

3Nuko kuva mu museke kugeza ku manywa y'ihangu, Ezira asomera icyo gitabo aho ku karubanda imbere y'Irembo ry'Amazi, hateraniye abagabo, abagore, mbese n'abandi bose baciye akenge. Imbaga yose yari yitonze, bateze amatwi igitabo cy'Amategeko.

4Umwanditsi Ezira yari ahagaze ahantu hirengeye bari bamuteguriye bakoresheje ibiti, iburyo bwe hahagaze Matatiya, Shema, Anaya, Uriya, Hilikiya na Maseya; naho ibumoso bwe hahagaze Pedaya, Mikayeli, Malikiya, Hashumu, Hashibadana, Zekariya na Meshulamu.

5Ezira abumbura igitabo bose bamureba, kuko aho yari ahagaze yabasumbaga uko bangana, maze akimara kukibumbura, imbaga yose irahaguruka.

6Ezira abanza gushimira Uhoraho, Imana y'Igihangange, maze imbaga na yo ishyira amaboko ejuru, bose bakikiriza icyarimwe, bati «Amen! Amen!» Nuko barunama, bapfukamira Uhoraho, bubitse uruhanga ku butaka.

7Hanyuma Yozuwe, Bani, Sherebiya, Yamini, Akubu, Shabatayi, Hodiya, Maseya, Kelita, Azariya, Yozabadi, Hanani na Pelaya bari abalevi, batangira gusobanura ayo mategeko; naho rubanda bakomeje guhagarara mu myanya yabo.

8Ibyo Ezira yamaraga gusoma mu gitabo cy'Amategeko y'Imana, yabihinduraga mu rurimi rwa bose kandi akabibasobanurira; maze bakabyumva.

9Nuko (Nehemiya, Umunyacyubahiro,) Ezira, umuherezabitambo n'umwanditsi, hamwe n'abalevi basobanuriraga rubanda, babwira imbaga bati «Uyu munsi weguriwe Uhoraho, Imana yanyu! Mwigira agahinda nk'aho mwapfushije, kandi mwirira!» Koko kandi, imbaga yari yamaze kumva ayo magambo, maze bose baraturika bararira.

10Ezira arongera arababwira ati «Nimugende murye inyama z'amatungo y'imishishe, munywe n'inzoga ziryohereye kandi musangire n'abatagize icyo bategura; kuko uyu munsi weguriwe Nyagasani. Ntimugire agahinda, kuko ibyishimo by'Uhoraho ari byo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

buhungiro bwanyu.»

11 Maze abalevi na bo bagahoza imbaga, bavuga bati «Nimuceceke, kuko uyu ari umunsi mutagatifu; kandi mwikomeza kugira agahinda!»

12 Nuko rubanda bose bajya kurya no kunywa, bohererezа n'abatagize icyo bategura, maze bose baridagadura; kuko bari bumvise neza ijambo babwiwe.

13 Ku munsi wa kabiri, abatware b'amazu y'umuryango wose, abaherezabitambo n'abalevi, bakoranira iruhande rwa Ezira, umwanditsi, kugira ngo bicengezemo ibivugwa mu Mategeko.

14 Nuko muri ayo Mategeko Uhoraho yari yaratanze akoresheje Musa, basanga ahanditswe ngo «Mu minsi mikuru yo mu kwezi kwa karindwi, abana ba Israheli bazature mu mazu y'ibyatsi.»

15 Bakibimenya, bahita bohereza mu migi yose n'i Yeruzalemu iri tangazo: «Nimugende mujye mu misozi, muzane amashami y'imizeti ya kimeza, ay'imizeti yahinzwe, ay'ibiti bikorwamo imibavu, ay'imikindo n'ay'ibindi biti bifite amababi menshi, maze muyubakishe amazu, nk'uko byanditswe.»

16 Nuko rubanda baragenda, bazana amashami bayubakisha amazu matoya hejuru y'ibisenge by'ayo babagamo, mu bibuga byabo, no mu bikari by'Ingoro; ndetse no ku kibuga cy'imbere y'Irembo ry'Amazi n'icy'imbere y'irya Efurayimu na ho barayahubaka.

17 Ikoraniro ry'abagarutse bava aho bari barajyanywe bunyago, bose bubaka bene ayo mazu y'ibyatsi kandi bakayabamo. Kuva mu gihe cya Yozuwe mwene Nuni kugeza ubwo, nta bundi bigeze bakora nk'ibyo; kandi bose bari banezerewe cyane.

18 Buri munsi, kuva ku wa mbere kugeza ku wa nyuma, basomaga mu gitabo cy'Amategeko y'Imana. Ibyo birori, babyizihije mu minsi irindwi yose, maze ku munsi wa munani bongera gukoranira hamwe, nk'uko byari bitegetswe.

## Nehemiya 9

### Ikoraniro rusange ryo kwicuza ibyaha

1 Ku munsi wa makumyabiri n'ine w'uko kwezi, Abayisraheli barongera bakoranira hamwe kugira ngo basibe; bose baza bambaye ibigunira kandi binyanyagijeho umukungugu.

2 Nuko abo mu bwoko bwa Israheli bivangura n'abanyamahanga, maze bishinja ibyaha byabo, barabyicuza, hamwe n'iby'abasekuruza babo.

3 Hanyuma barahaguruka, bamara igice cya kane cy'umunsi basomerwa igitabo cy'Amategeko y'Uhoraho Imana yabo, buri wese agihagaze mu mwanya we; naho mu kindi gice cya kane cy'umunsi, bapfukama imbere y'Uhoraho, basaba imbabazi z'ibyaha byabo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Nyuma y'ibyo Yozuwe hamwe na Bani, Kadamiyeli, Shebaniya, Buni, Sherebiya, Bani na Kenani, bahaguruka aho bari mu mwanya wagenewe abalevi, maze barangurura ijwi, batakambira Uhoraho, Imana yabo.

5Nuko Yozuwe, Kadamiyeli, Bani, Hashabineya, Sherebiya, Hodiya, Shebaniya na Petahiya b'abalevi, baravuga bati «Nimuhaguruke! Nimusingize Uhoraho, Imana yanyu, ubu n'iteka ryose! Haragasingizwa Izina ryawe ry'ikuzo, ryo rirenze uko dushobora kurishima no kurisingiza.»

6Nuko Ezira aravuga ati «Ni wowe wenyine Uhoraho! Ni wowe waremye ijuru, urema ikirere n'ingabo zacyo zose; isi uyiremana n'ibiyiriho byose, hamwe n'inyanja n'ibiyibamo; ibyo byose ni wowe bikesha kubaho kandi n'ingabo zo mu ijuru, imbere yawe zirunama.

7Uhoraho, ni wowe Mana, wihitiyemo Abramu, umuvana muri Uri y'Abakalideya, maze umwihera izina yitwa Abrahamu.

8Wabonye ko umutima we ukunogeye, maze ugirana na we isezerano ryo kuzamugabira iki gihugu cyari gituwe n'Abakanahani, Abaheti n'Abahemori, hamwe n'Abaperezi, Abayebuzi n'Abagirigashi, kugira ngo abamukomokaho bazagiture, kandi iryo wavuze ryaratashye, kuko wowe uri indahemuka!

9Witegereje ibyago abasokuruza bacu bagiriye mu Misiri, maze ugutakamba kwabo ukumvira hafi y'Inyanja y'Urufunzo.

10Weretse Farawo ibimenyetso n'ibitangaza byinshi, abagaragu be n'abatuye igihugu cye ubigirizaho nkana, kuko wari uzi ko bishongoye ku bakurambere bacu, maze izina ryawe riba ikirangirire, kuva ubwo na n'ubu.

11Inyanja wayibaciriyemo icyambu, bayinyuramo rwagati humutse, naho abari babahomereye, ubabirindurira ikuzimu, nk'ibuye baroshye mu mazi magari.

12Wabayoboreshaga inkingi y'igicu ku manywa, na ho nijoro ukabayoboresha inkingi y'umuriro, ugira ngo ubamurikire mu nzira banyuramo.

13Wamanukiye ku musozi wa Sinayi, maze aho uri mu ijuru ukavugana na bo, ubaha amabwiriza azira kubera, n'amategeko atunganye, hamwe n'amateka n'amatangazo aboneye.

14Wabamenyesheje sabato yawe ntagatifu, maze ubaha amabwiriza, amategeko n'amateka, ukoresheje Musa umugaragu wawe.

15Wabamanuriye umugati mu ijuru ngo ubamare inzara, ubavuburira n'amazi mu rutare ngo abamare inyota. Wabategetse kuza muri iki gihugu ngo bakigarurire, kuko wari warakibasezeranyije, ugeretseho indahiro.

16Ariko abasokuruza bacu bo, bakwishongoyeho, bagushingana ijosi, banga kubahiriza amategeko yawe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17Banze kumvira, biyibagiza ibyiza byose wabagiriye, bagushinganye ijosi, basigara bifuza kwisubirira mu bucakara bwo mu Misiri. Nyamara wowe, kuko uri Imana Nyir'imbabazi, ukaba umugwaneza n'umunyampuhwe, kandi ugatinda kurakara, n'impuhwe zawe ntizigereranywe, ntiwigeze ubatererana.

18N'igihe bayazaga ibyuma, bakabyicuriramo inyana, hanyuma bakavuga bati

'Dore Imana yawe yagukuye mu Misiri', kandi bagakora n'ibindi bibi byinshi bakakubabaza;

19wowe, kubera impuhwe zawe zitagereranywa, ntiwigeze ubatereranira mu butayu; inkingi y'igicu yakomeje kubayobora inzira ku manywa, naho nijoro inzira bakayiyoborwa n'inkingi y'umuriro.

20Wabamanuriyeho umwuka wawe mwiza, kugira ngo bamenye gushishoza; manu yawe bayihozaga mu itama, ukabaha n'amazi ngo bice akanyota.

21Mu myaka mirongo ine bamaze mu butayu wabamenyeraga ikibatunga, nta n'ikindi bigeze bashaka ngo bakibure, imyambaro yabo ntiyabashiriyeho, n'ibirenge byabo ntibyabyimbagana.

22Wabeguriye ingoma z'abami, ubagabira ibihugu, ibihugu bahana imbibi barabitura, bigarurira icya Sihoni, umwami wa Heshiboni, n'icya Ogi, umwami wa Bashani.

23Wabagwirije urubyaro, rungana n'inyenyeri zo ku ijuru, maze ubacyura mu gihugu wari warasezeranyije abakurambere babo, ko bazakinjiramo, bakagitura.

24Abana babo bagitashyemo, maze barakigarurira, Abakanahani bari bagituye, ubacisha bugufi imbere yabo, kimwe n'abami babo n'imiryango yose yo mu gihugu, maze urababagabiza ngo babakoreshe uko bashatse.

25Bigaruriye imigi yubakiye n'ubutaka burumbuka, batura mu mazu arimo ibyiza by'amoko yose, amariba afukuye, imizabibu n'imizeti biba ibyabo, ndetse n'ibiti byera imbuto bitagira uko bingana. Barariye barahaga, baranabyibuha, maze baradamarara kubera ineza yawe.

26Nyamara bo barakwivumburiye, bakwivumbagatanyaho, amategeko yawe bayahigikira kure, bica abahanuzi bawe bababwirizaga kukugarukira, kandi bakora n'ibindi bibi byinshi, birakubabaza.

27Ni bwo ubagabije abanzi babo barabashikamira, ariko mu kababaro kabo baragutakira, maze aho uri aho mu ijuru urabumva, kubera impuhwe ugira ubohereza abatabazi, ngo babakure mu nzara z'abanzi babo.

28Nyamara ihumure ryataha, bakongera gukora ibitakunyuze, nawe ukabatererana, abanzi babo bakabashikamira. Ariko bakongera gutera hejuru bagutabaza, aho uri, aho mu ijuru ukabumva; nuko kubera impuhwe zawe, ubarokora utyo incuro nyinshi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

29Warabihanangirije ngo bagarukire Amategeko yawe, naho bo barushaho kwishongora, basuzugura amategeko yawe, amabwiriza yawe bayarengaho, kandi ari yo aronkera ubuzima abayakurikiza. Bateruye intugu baba rubebe, bagushingana ijosi, banga kumvira.

30Warabihanije, imyaka ishira ari myinshi, ubamanuriraho umwuka wawe, urabihanangiriza, ndetse ubohereza n'abahanuzi, ariko bo banga kumva, maze worohera indi miryango yo mu bihugu, irabigabiza.

31Ariko kubera impuhwe zawe zitagereranywa, ntiwabatsembye cyangwa se ngo ubatererane, kuko uri Imana igwa neza, ukaba Nyir'impuhwe,

32None rero, Mana yacu, wowe Mana Musumba byose, ukaba umudatsimburwa n'igihangange, wowe ukomeza isererano ryawe, nturanganwe ubuhemu, wijenjekera aya makuba twagize, akagwirira abami n'abatware bacu, hamwe n'abaherezabitambo, abahanuzi n'abasokuruza bacu, ndetse n'umuryango wawe wose, kuva mu gihe cy'umwami wa Ashuru kugeza na n'ubu.

33Watubereye intabera mu byatubayeho byose, wowe wakurikiranye ukuri, naho twebwe twarahemutse.

34Ni byo koko, abami n'abatware bacu, hamwe n'abaherezabitambo ndetse n'abasokuruza, banze gukurikiza amategeko, amateka yawe ntibayitaho, basuzugura n'amabwiriza yawe.

35Mu gihe bari mu gihugu, bagitungiyemo byinshi wari wabihereye; mu gihugu kigari kandi kirumbuka wari wabagabiye, bo banze kukuyoboka, ntibisubiraho mu bikorwa byabo bibi.

36None ubu dore twabaye abacakara, n'igihugu wahaye abasokuruza bacu ngo kizabatunge, ni twebwe dusigaye tugihatswemo.

37Umusaruro w'iki gihugu urarumbuka, nyamara wikubirwa n'abami watugabije uduhora ibyaha byacu; badutwara uko bashaka kimwe n'amatungo yacu. Mbega amakuba turimo!»

## Nehemiya 10

### Imbaga yiyemeza gukurikiza amategeko y'Imana

1Kubera ibyo byatubayeho, dufashe ibyemezo bidakuka kandi biranditswe, ndetse n'abatware bacu, abalevi, n'abaherezabitambo babishyizeho umukono.

2Abashyize umukono kuri iyo nyandiko ni aba: Nehemiya, mwene Hakaliya; hamwe na Sidikiya,

3Seraya, Azariya, Yirimeya,

4Pashuru, Amariya, Malikiya,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Hatushi, Shebaniya, Maluki,

6Harimu, Meremoti, Obadiya,

7Daniyeli, Ginetoni, Baruki,

8Meshulamu, Abiya, Miyamini,

9Maziya, Biligayi na Shemaya. Abo bari abaherezabitambo.

10Abalevi ni Yozuwe mwene Azaniya, Binuwi wo muri bene Henadadi, Kadamiyeli,

11hamwe n'abavandimwe babo Shekaniya, Hodiya, Kelita, Pelaya, Hanani,

12Mika, Rehobu, Hashabiya,

13Zakuru, Sherebiya, Shebaniya,

14Hodiya, Bani na Beninu.

15Abatware b'umuryango ni Parewoshi, Pahati-Mowabu, Elamu, Zatu, Bani,

16Buni, Azigadi, Bebayi,

17Adoniya, Biguwayi, Adini,

18Ateri, Hizikiya, Azuri,

19Hodiya, Hashumu, Besayi,

20Harifu, Anatoti, Nobayi,

21Magipiyashi, Meshulamu, Heziri,

22Meshezabeli, Sadoki, Yaduwa,

23Palatiya, Hanani, Anaya,

24Hosheya, Hananiya, Hashubu,

25Haloheshi, Pilaha, Shobeki,

26Rehumu, Hashabina, Maseya,

27Ahiya, Hanani, Anani,

28Maluki, Harimu na Bahana.

29Naho ba rubanda basigaye, abaherezabitambo, abalevi, abanyanzugi, abaririmbyi n'abahereza — mbese abari bitandukanyije n'abanyamahanga batuye igihugu kugira ngo begukire amategeko Uhoraho yatanze akoresheje Musa umugaragu we, n'abandi bose bari baciye akenge —

30na bo bifatanya n'abavandimwe babo n'abatware babo. Biyemeza gukurikiza amategeko Uhoraho yavugishije Musa umugaragu we, no kubahiriza amatangazo,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

amabwiriza n'amateka ye, kandi barabirahirira.

31Twese rero, twiyemeje ko abanyamahanga batuye iki gihugu tutazabashyingira abakobwa bacu, kandi n'ababo ntituzabashakira abahungu bacu.

32Abo bantu nibaza gucuruza imyaka, cyangwa se ibindi biribwa ku isabato, nta cyo tuzabagurira kuri uwo munsi, habe no ku wundi munsi mukuru. Kandi tuzajya turaza ubutaka, uko umwaka wa karindwi ugeze, n'abaturimo imyenda tuyibarekere.

33Twemeje kandi ko buri mwaka tuzajya dutanga icya gatatu cya sikeli kubera imirimo y'Ingoro y'Imana yacu.

34Ayo masikeli ni yo azagurwamo imigati y'umumuriko, ibitambo by'ubuhoro n'ibitambo bitwikwa bya buri munsi, hamwe n'ibyo ku masabato, mu mboneko z'ukwezi, ku minsi mikuru, ndetse n'amaturo matagatifu n'ibitambo byo guhongerera ibyaha bya Israheli; mbese imihango yose ikorerwa mu Ngoro y'Imana yacu.

35Dukoresheje ubufindo, twagennye igihe cyo mu mwaka buri muntu, yaba umuherezabitambo, umulevi cyangwa se undi wo muri rubanda, azajya agemura inkwi mu Ngoro y'Imana yacu; igihe cyabo nikigera abantu bo muri buri nzu, bazajya bazizana, kugira ngo zitwikirwe ku rutambiro rw'Uhoraho Imana yacu, nk'uko byanditswe mu Mategeko.

36Twiyemeje kandi ko buri mwaka tuzajya duha Ingoro y'Uhoraho umuganura w'ibyo tuzasarura mbere mu masambu yacu, n'imbuto zizera mbere ku biti byose,

37hamwe n'abana b'imfura b'abahungu bacu n'amariza yo mu bushyo bwacu, nk'uko byanditswe mu Mategeko. Amariza y'amatungo yacu magufi n'ay'amaremare azazanwa mu Ngoro y'Imana yacu, tuyashyikirize abaherezabitambo bakora imirimo yo mu Ngoro y'Imana yacu.

38Amafu tuzasya n'imbuto tuzasarura mbere, hamwe na divayi nshya n'amavuta, tuzabizanira abaherezabitambo, maze babibike mu byumba by'Ingoro bibigenewe, naho abalevi bahabwe igice cya cumi cy'ibizaba byasaruwe mu mirima yacu. Icyo gice cya cumi kandi, abalevi ni bo bazaza kukitwiyakira mu migi yose dutuyemo.

39Abalevi nibaza gusaruza icyo kimwe cya cumi, bazaba bari kumwe n'umuherezabitambo umwe wo muri bene Aroni, kugira ngo umugabane umwe wa cumi w'icyo kimwe cya cumi wegurirwe Ingoro y'Imana yacu, maze babigeze mu byumba by'inzu y'ububiko.

40Ibyo byumba kandi ni byo Abayisraheli n'abalevi bazajya babikamo ingano, divayi nshya n'amavuta y'imizeti bizatangwaho amaturo; ni ho hazabikwa ibikoreshwa mu Ngoro, hamwe n'ibigenewe abaherezabitambo bari ku gihe, abanyanzugi, n'abaririmbyi. Bityo ntituzongera kureka Ingoro y'Imana yacu icura igihunya.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Nehemiya 11

# INTONDEKE Y'ABATUYE I YERUZALEMUN'AHAHAKIKIJE

### Amazina y'Abayahudi baje gutura muri Yeruzalemu

1Nuko abatware b'umuryango wose baraza batura i Yeruzalemu. Rubanda basigaye bo, hakoreshwa ubufindo kugira ngo ku bantu icumi, umwe aze ature muri Yeruzalemu, umugi mutagatifu, naho icyenda bandi bagume mu migi yabo.

2Imbaga ishimira abantu bose bari biyemeje kuza gutura i Yeruzalemu, babyishakiye.

3Dore amazina y'abatware bo muri ako karere biyemeje gutura i Yeruzalemu. Naho Abayisraheli bandi, baba abaherezabitambo, abalevi, abahereza cyangwa se abahungu b'abagaragu ba Salomoni, bo bakwiriye imigi ya Yuda, buri wese atura mu isambu ye.

4I Yeruzalemu hatuwe na bene Yuda hamwe na bene Benyamini: Muri bene Yuda ni: Ataya mwene Uziya, mwene Zekariya, mwene Amariya, mwene Shefatiya, mwene Mahalaleli wo muri bene Pereshi;

5na Maseya mwene Baruki, mwene Kolihoze, mwene Hazaya, mwene Adaya, mwene Yoyaribu, mwene Zekariya, mwene Shela.

6Bene Pereshi bose batuye i Yeruzalemu, bari abagabo 468 b'intwari.

7Naho bene Benyamini, ni Salu mwene Meshulamu, mwene Yowedi, mwene Pedaya, mwene Kolaya, mwene Maseya, mwene Itiyeli, mwene Yeshaya,

8hamwe n'abavandimwe be Gabayi na Salayi; bose hamwe bakaba 928.

9Yoweli mwene Zikuri yari umutegeka wabo, naho Yehuda mwene Hasenuwa akaba uwa kabiri mu butegetsi bw'umugi.

10Mu baherezabitambo, ni Yedaya mwene Yoyaribu, Yakini,

11Seraya mwene Hilikiya, mwene Meshulamu, mwene Sadoki, mwene Merayoti, mwene Ahitubi wategekaga Ingoro y'Imana,

12hamwe n'abavandimwe babo bakoraga mu Ngoro y'Imana; bose hamwe bakaba 822. Hari Adaya mwene Yerohamu, mwene Pelaliya, mwene Amisi, mwene Zekariya, mwene Pashuru, mwene Malikiya,

13n'abavandimwe be b'abatware b'amazu; bose hamwe bari 242. Hari na Amasayi mwene Azareli, mwene Ahizayi, mwene Meshilemoti, mwene Imeri,

14n'abavandimwe be, bose hamwe bari abagabo 128 b'intwari. Umutegeka wabo yari Zabadiyeli mwene Hagadoli.

15Mu Balevi, ni Shemaya mwene Hashubi, mwene Azirikamu, mwene Hashabiya, mwene Buni,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16 hamwe na Shabatayi na Yozabadi, bari abatware b'abalevi, bashinzwe imirimo yo hanze ku Ngoro y'Imana.

17 Hari Mataniya mwene Mika, mwene Zabadi, mwene Asafu wayoboraga indirimbo, agatera isengesho ryo gushimira. Hari na Bakibukiya uwa kabiri mu bavandimwe be, na Abuda mwene Shamuwa, mwene Galali, mwene Yedutuni.

18 Abalevi bose bari batuye mu Murwa Mutagatifu ni 284.

19 Mu banyanzugi, ni Akubu, Talimoni hamwe n'abavandimwe babo barindaga amarembo, bose hamwe bari 172.

20 Naho abandi Bayisraheli basigaye, abaherezabitambo n'abalevi, bo bakwiriye mu migi ya Yuda, buri wese atura mu munani we.

21 Abahereza bari batuye muri Ofeli; Siha na Gishipa bakaba abatware babo.

22 Umutware w'abalevi b'i Yeruzalemu yari Uzi, mwene Bani, mwene Hashabiya, mwene Mataniya, mwene Mika; yari umwe muri bene Asafu, baririmbaga mu Ngoro y'Imana.

23 Koko kandi umwami yari yarabahaye amategeko n'amabwiriza kugira ngo buri munsi bashobore kurangiza neza uwo murimo wabo w'abaririmbyi.

24 Petahiya mwene Meshezabeli wo muri bene Zerahi, mwene Yehuda, ni we wahagarariraga umwami, agakemura ibibazo byose byerekeye imbaga.

### Abatatuye i Yeruzalemu

25 Naho mu nsisiro zo ku misozi, Abayuda batuye i Kiriyati-Araba no mu midugudu yaho; i Diboni no mu midugudu yaho, i Yekabuseli no mu nsisiro zaho;

26 i Yeshuwa, i Molada, i Betipeleti,

27 i Hasari-Shuwali, i Berisheba no mu midugudu yaho;

28 i Sikilage, i Mekona no mu nsisiro zaho;

29 i Eni-Rimoni, i Soreya, i Yarimuti,

30 i Zanowa, i Adulamu no mu midugudu yaho; i Lakishi no mu misozi yaho; i Azeka no mu midugudu yaho. Batura kuva i Berisheba kugeza ku kabande ka Hinomu.

31 Ababenyamini bo batuye bahereye i Geba, i Mikimasi, i Aya, i Beteli no mu midugudu yaho;

32 i Anatoti, i Nobu, i Ananiya,

33 i Hasori, i Rama, i Gitayimu,

34 i Hadidi, i Seboyimu, i Nebalati,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

35i Lodi n'i Ono, ku kibaya cy'abashongesha ibyuma.

36Bamwe mu balevi bo mu turere twa Yuda, bajya guturana n'Ababenyamini.

## Nehemiya 12

### Amazina y'abaherezabitambo n'abalevi

1Dore abaherezabitambo n'abalevi bazanye na Zorobabeli mwene Sheyalitiyeli, na Yozuwe: ni Seraya, Yirimeya, Ezira,

2Amariya, Maluki, Hatushi,

3Shekaniya, Rehumu, Meremoti,

4Ido, Ginetoni, Abiya,

5Miyamini, Madiya, Biliga,

6Shemaya, Yoyaribu, Yedaya,

7Salu, Amoki, Hilikiya na Yedaya. Abo bari abatware b'abaherezabitambo n'ab'abavandimwe babo, mu gihe cya Yozuwe.

8Abalevi ni Yozuwe, Binuwi, Kadamiyeli, Sherebiya, Yehuda, na Mataniya; ni we wateraga indirimbo z'ibisingizo hamwe n'abavandimwe be.

9Naho Bakibukiya na Uni hamwe n'abavandimwe babo, babahagararaga imbere, buri wese mu cyiciro cye.

10Yozuwe abyara Yoyakimu, Yoyakimu abyara Eliyashibu, Eliyashibu abyara Yoyada,

11Yoyada abyara Yonatani, Yonatani abyara Yaduwa.

12Abaherezabitambo bari abatware b'amazu yabo mu gihe cya Yoyakimu ni aba: kwa Seraya ni Meraya; kwa Yirimeya ni Hananiya;

13kwa Ezira ni Meshulamu; kwa Amariya ni Yehohanani;

14kwa Maluki ni Yonatani; kwa Shekaniya ni Yozefu;

15kwa Harimu ni Adina; kwa Merayoti ni Helikayi;

16kwa Ido ni Zekariya; kwa Ginetoni ni Meshulamu;

17kwa Abiya ni Zikiri; kwa Minyamini ni... ; kwa Moyadiya ni Pilitayi;

18kwa Biliga ni Shamuwa; kwa Shemaya ni Yehonatani;

19kwa Yoyaribu ni Matenayi; kwa Yedaya ni Uzi;

20kwa Salayi ni Kalayi; kwa Amoki ni Eberi;

21kwa Hilikiya ni Hashabiya; kwa Yedaya ni Netaneli.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22Mu gihe cya ba Eliyashibu, Yoyada, Yohanani na Yaduwa, ni ho abatware b'amazu
y'abaherezabitambo banditswe, kugeza ku ngoma ya Dariyusi, umwami w'Abaperisi.

23Bene Levi babaye abatware b'amazu, na bo banditswe mu gitabo cy'Amateka,
kugeza mu gihe cya Yohanani mwene Eliyashibu.

24Abatware b'abalevi ni aba: Hashabiya, Sherebiya, Yozuwe, Binuwi, Kadamiyeli;
bahagararaga bateganye n'abavandimwe babo, nk'uko Musa, umuntu w'Imana,
yabitegetse, maze bagatera indirimbo zo gusingiza no gushimira, bakikiranya.

25Naho Mataniya, Bakibukiya, Obadiya, Meshulamu, Talimoni na Akubu, bo bari
abanyanzugi; bakarinda amazu y'ububiko yari hafi y'amarembo.

26Babayeho mu gihe cya Yoyakimu mwene Yozuwe, mwene Yosadaki; ni na bwo
Nehemiya yari umutware, naho Ezira ari umuherezabitambo n'umwigishamategeko.

## ITAHWA RY'INKIKE ZA YERUZALEMU

### Ibirori byo gutaha inkike za Yeruzalemu

27Igihe cyo gutaha inkike za Yeruzalemu kigeze, bajya gushaka abalevi aho babaga
mu migi yabo ngo babazane i Yeruzalemu, kugira ngo baze bahimbaze ibyo birori,
baririmbe indirimbo z'ibisingizo bavuza ibyuma birangira, inanga n'imiduri.

28Abaririmbyi, bene Levi, bakoranira i Yeruzalemu bavuye mu turere tuyikikije; baje
baturutse mu nsisiro za Netofa,

29i Beti-Giligali no mu misozi ya Geba na Azimaweti. Koko kandi abaririmbyi bari
barubatse insisiro zabo mu karere ka Yeruzalemu.

30Nuko abaherezabitambo n'abalevi barisukura; hanyuma basukura n'imbaga yose,
ndetse n'amarembo n'inkike zose.

31Nyuma y'ibyo, nuriza abatware ba Yuda bajya hejuru ku nkike, maze abaririmbyi
na bo mbagabanyamo imitwe ibiri. Abo mu mutwe wa mbere banyura iburyo
bagenda hejuru y'urukuta, berekeza ku Irembo ry'Imyanda.

32Inyuma yabo hakurikiraho Hoshaya, ari kumwe n'igice cya kabiri cy'abatware ba
Yuda,

33hamwe na Azariya, Ezira, Meshulamu,

34Yehuda, Miyamini, Shemaya na Yirimeya,

35bari batoranyijwe mu baherezabitambo, kandi bafite amakondera. Bakurikirwa na
Zekariya mwene Yonatani, mwene Shemaya, mwene Mataniya, mwene Mikaya,
mwene Zakuri, mwene Asafu,

36hamwe n'abavandimwe be, Shemaya, Azareli, Milalayi, Gilalayi, Mayi, Netaneli,
Yehuda, na Hanani; bose bafite ibikoresho byo kuririmba, nk'uko byategetswe na
Dawudi umugaragu w'Imana. Ubwo kandi Ezira umwigishamategeko, ni we wari

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ubarangaje imbere.

37Bageze ku Irembo ry'Isoko, barombereza inzira, bazamuka ku madarajya y'umurwa wa Dawudi, barurira bajya hejuru y'inkike ibangikanye n'ingoro ya Dawudi, barakomeza baragenda maze bagera ku Irembo ry'Amazi, mu burasirazuba.

38Undi mutwe w'abaririmbyi, wo ugana ibumoso. Nanjye ubwanjye ndabakurikira, hamwe n'ikindi gice cya kabiri cy'abatware b'umuryango; tugenda hejuru y'inkike kuva ku munara w'Amatanura kugera ku Nkike Ngari.

39Turakomeza no hejuru y'Irembo rya Efurayimu, irya Yeshana n'iry'Amafi, turombereza inzira tugera ku munara wa Hananeli no ku uw'Ijana, maze tunyura ku Irembo ry'Intama, tugeze ku Irembo ry'Abarinzi turahagarara.

40Nuko ya mitwe yombi iraza, yinjira mu Ngoro y'Imana, bafata imyanya; nanjye ninjirana n'igice cya kabiri cy'abatware twari kumwe.

41Hari kandi n'abaherezabitambo: Eliyakimu, Maseya, Minyamini, Mikaya, Eliyonayi, Zekariya, na Hananiya, bari bafite amakondera;

42hamwe na Maseya, Shemaya, Eleyazari, Uzi, Yehohanani, Malikiya, Elamu na Ezeri. Nuko abaririmbyi baratangira bararirimba, bayobowe na Yizirahiya.

43Maze uwo munsi batura ibitambo bitagira ingano kandi barishima cyane, kuko Imana yari yabahaye ikibanezereza. Abagore n'abana na bo barishima cyane; maze ibyishimo bya Yeruzalemu biramenyekana, bigera no mu misozi ya kure.

### Umugabane w'abaherezabitambo n'abalevi

44Uwo munsi nyine, hashyirwaho abantu bashinzwe kurinda ibyumba bibikwamo amaturo, imiganura n'ibice bya cumi; kugira ngo bajye babikoranyirizamo ibyasaruzwaga mu migi, biteganyirijwe abaherezabitambo n'abalevi, nk'uko amategeko abigena. Koko kandi Yuda yari ishyigikiye umuherezabitambo cyangwa umulevi wese wabaga ari ku gihe.

45Bakoreraga Imana kandi bakarangiza n'imihango yo gusukura, babifashijwemo n'abaririmbyi n'abanyanzugi, bose bakabigenza uko Dawudi na Salomoni umuhungu we, bari barabitegetse.

46N'ubundi koko kuva na kera, mu gihe Dawudi yari akiriho, Asafu ni we wari umutware w'abaririmbyi, kandi bari barahimbye n'indirimbo z'ibisingizo n'izo gushimira.

47Ikindi kandi, no mu gihe cya Zorobabeli na Nehemiya, Israheli yatangaga umugabane wa buri munsi ugenewe abaririmbyi n'abanyanzugi. Naho abalevi bashyikirizwaga amaturo matagatifu, na bo bakayahamo bene Aroni umugabane ubagenewe.

## Nehemiya 13

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Abanyamahanga ntibemewe mu ikoraniro ry'Abayisraheli

1Uwo munsi kandi, basomera imbaga yose igitabo cya Musa maze bagisangamo
ahanditswe ngo *«Umuhamoni n'Umumowabu ntibazinjire na rimwe mu ikoraniro
ry'Imana,*

2*kuko batasanganije Israheli umugati n'amazi, ahubwo bakagurira Balamu ngo
ayivume, ariko iyo mivumo Imana ikayibahinduriramo imigisha.»*

3Ngo bumve iryo tegeko, bahera ko barobanura muri Israheli abanyamahanga bose
bari babivanzemo.

## NEHEMIYA YUBAHISHA AMATEGEKO

### Urugendo rwa kabiri rwa Nehemiya

4Muri icyo gihe, umuherezabitambo Eliyashibu ni we wari ushinzwe gucunga
ibyumba byometse ku Ngoro y'Imana yacu. Kubera ko yari mwene wabo wa Tobiya,

5amutiza icyumba kinini bari basanzwe babikamo amaturo, imibavu, ibikoresho,
ibice bya cumi by'ingano, divayi nshya n'amavuta, hamwe n'ibyabaga biteganyirijwe
abalevi, abaririmbyi n'abanyanzugi, n'ibigenewe abaherezabitambo.

6Ibyo byose byabaye ntari i Yeruzalemu, kuko mu mwaka wa mirongo itatu n'ibiri
w'ingoma ye, nari nasanze umwami Aritashuweru. Nuko mpamaze iminsi, nsaba
umwami uruhusa, ngaruka i Yeruzalemu.

7Mpageze menya ko Eliyashibu yakoze ishyano, agatiza Tobiya icyumba cyo mu
gikari cy'Ingoro.

8Birandakaza cyane, maze njugunyanga hanze ibyo Tobiya yari yabitse muri icyo
cyumba byose.

9Hanyuma ntegeka ko basukura ibyumba, bakabisubizamo ibikoresho by'Ingoro
y'Imana, hamwe n'amaturo n'imibavu.

### Nehemiya avugurura itegeko ryo gutanga umugabane w'abalevi

10Nongera kumenya ko imigabane igenewe abalevi itatanzwe, maze bituma abalevi
n'abaririmbyi bata imirimo yabo, buri wese yisubirira mu isambu ye.

11Nuko ntonganya cyane abatware, ndababwira nti «Ni iki cyatumye mwemera ko
Ingoro y'Imana isigara aho yonyine?» Nkoranya abalevi n'abaririmbyi, maze
mbasubiza ku mirimo yabo;

12na Yuda yose izana ingano, hamwe na divayi nshya n'amavuta y'imizeti, maze
bishyirwa mu byumba by'ububiko.

13Hanyuma ibyo byumba by'ububiko mbishinga Sheremiya umuherezabitambo,
Sadoki umwanditsi, na Pedaya, umwe mu balevi, hamwe na Hanani mwene Zakuri,
mwene Mataniya; kuko bose bari bazwiho kuba inyangamugayo. Bari bashinzwe

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kugabanya ayo maturo, mu bavandimwe babo.

14 Mana yanjye, urajye unyibuka kubera ibyo nakoze, kandi ntuzibagirwe umurava nagize mu gukorera Ingoro yawe, nkayubahiriza.

### Nehemiya avugurura amategeko yerekeye isabato

15 Muri iyo minsi kandi, nkajya mbona abantu bamwe bo muri Yuda barabyiganira ku rwengero ku munsi w'isabato, naho abandi bahekesheje indogobe za divayi, imizabibu, imitini hamwe n'iyindi mitwaro y'amoko yose; bagiye kubicururiza i Yeruzalemu ku munsi w'isabato. Nuko mpita mbihanangiriza bariho bacuruza.

16 Hari kandi n'Abanyatiri bari batuye i Yeruzalemu, bagatumiza amafi n'ibindi by'amoko yose, bakabihacururiza ku munsi w'isabato, babigura n'abantu bo muri Yuda.

17 Nuko ntonganya abanyacyubahiro bo muri Yuda, maze ndababwira nti «Mbega ngo murakora ishyano mugatesha agaciro umunsi w'isabato!

18 Abasokuruza banyu se, na bo si ko babigenje, bigatuma Imana iduteza ibi byago, ikabiteza n'uyu mugi? None namwe murashaka gukaza uburakari ifitiye Israheli, mwanga kubahiriza umunsi w'isabato!»

19 Sabato iraye iri bube, mu mugoroba w'akabwibwi, ntegeka ko inzugi za Yeruzalemu bazikinga, bakazishyiraho ibihindizo maze zikazakingurwa sabato irangiye; ndetse nshyiraho n'abarinzi kugira ngo hatagira umutwaro n'umwe uzinjizwa kuri uwo munsi.

20 Nuko abacuruzaga n'abadandazaga ibintu by'amoko yose, baguma inyuma y'umugi wa Yeruzalemu, bamwe baharara ijoro rimwe, abandi abiri.

21 Maze ndabihanangiriza, ndababwira nti «Ni iki cyatumye muza kurara inyuma y'inkike? Muramenye! Nimwongera nzabafatisha!» Nuko kuva ubwo ntibongera kugaruka ku munsi w'isabato.

22 Hanyuma ntegeka abalevi kwisukura no kujya kurinda amarembo, kugira ngo umunsi w'isabato wubahirizwe. Mana yanjye, n'ibyo bizatume ujya uhora unyibuka, maze unyirindire kubera ubudahemuka bwawe butagereranywa.

### Nehemiya yamagana gushyingirana n'abanyamahanga

23 Muri iyo minsi kandi, nkabona Abayahudi bari barashatse abagore b'Abashidodi, Abahamoni, n'Abamowabu.

24 Igice cya kabiri cy'abana babo bavuga igishidodi cyangwa se urundi rurimi rwo mu mahanga; batazi kuvuga ikiyahudi.

25 Nuko ndabatonganya, ndabavumagura, ndetse bamwe ndabakubita, mbapfura n'imisatsi; maze mbarahira Imana, mvuga nti «Abakobwa banyu ntimukabashyingire abahungu babo, kandi n'ababo ntimukabarongore cyangwa se ngo mubashakire

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

abahungu banyu.

26Mbese si nk'uko Salomoni, umwami wa Israheli, yacumuye? Nyamara kandi, no mu mahanga menshi atabarika, nta wundi mwami wahwanye na we; Imana yaramwikundiye, maze imugira umwami wa Israheli yose.

27None namwe tubemerere, mukomeze muhemukire Imana; mukore ishyano mushaka abagore b'abanyamahanga?»

### Ibindi Nehemiya yakoze

28Ubwo mperako nirukana umwe mu bahungu ba Yoyada mwene Eliyashibu, umuherezabitambo mukuru, wari umukwe wa Sanabalati w'Umuhoroni maze ndamumenesha.

29Mana yanjye, urajye ubibuka kubera ko batesheje agaciro umurimo w'ubuherezabitambo, bakandavuza isezerano wagiranye n'abaherezabitambo n'abalevi.

30Nuko mbatandukanya n'uwitwa umunyamahanga wese, maze abaherezabitambo n'abalevi mbaha amabwiriza, agenga buri wese mu murimo we.

31Hanyuma nshyiraho n'andi mabwiriza, agena uko amaturo y'inkwi hamwe n'ay'imbuto zizera mbere bizajya bigemurwa. Mana yanjye, urajye unyibuka, maze uzanyiture iyo neza!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Esitera

## Esitera 1

### Igitabo cya Esitera: inyongera z'ikigerekiInzozi za Maridoke

1a Ingoma ya Hashuweru mukuru imaze imyaka ibiri, ku munsi wa mbere wa Nisani, Maridoke mwene Yayiro, wa Shimeyi, wa Kishi, akaba uwo mu muryango wa Benyamini, ararota.

1b Yari Umuyahudi, akaba yari atuye umugi wa Suza; yari igikomerezwa, afite umwanya ukomeye mu rukari ibwami.

1c Yari yaraje mu banyagano umwami w'i Babiloni Nebukadinetsari yakuye i Yeruzalemu hamwe na Yekoniya, umwami wa Yuda.

1d Dore ibyo yarose: Habanje urwamo n'urusaku, inkuba, umuririmo n'umutingito ku isi yose!

1e Ni bwo haje ibiyoka binini bibiri, byombi byiteguye kurwana; biromongana.

1f Ngo byomongane, amahanga ahita yitegura intambara ngo arwanye umuryango w'intungane.

1g Haza umunsi w'umwijima n'icuraburindi, w'amagorwa n'amakuba, agahinda n'ihindagurika ku isi.

1h Umuryango w'intungane wose uko wakabaye, ugira ubwoba ubonye ibyo byago, urakangarana, witegura korama maze utakira Imana.

1i Iryo takamba ryabo riba nk'agasoko, ribyara uruzi runini, n'amazi y'itanganika.

1j Urumuri n'izuba birarasa, abiyoroshya na bo barakuzwa maze bayongobeza abari mu byubahiro.

1k Aho Maridoke akangukiye amaze kubona ibyo yarose n'ibyo Imana yari yiyemeje gukora, abibika mu mutima, kugera ijoro riguye, ashakisha uburyo bwose ngo abisobanukirwe.

### Maridoke atahura abagambaniraga umwami

1l Nuko Maridoke ajya kuruhukira mu rugo hamwe na Gabata na Tara, abakone babiri barindaga urukari.

1m Aho yumviye ibiganiro byabo, amaze no kugerageza gucengera imigambi yabo, amenya ko banamanama kwica umwami Hashuweru, maze abamuregaho.

1n Umwami atunarika abakone bombi baza kubyemera, barabica.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1oUmwami yandikisha ibyabaye mu Gitabo cy'Amateka, na Maridoke abyandika ukwe.

1pUmwami aha Maridoke umwanya ukomeye mu rukari, amuha ibihembo ku mpamvu y'ibyo byose.

1qNyamara Hamani, mwene Hamudati wo mu muryango wa Agagi, wari utonnye cyane ku mwami, ashaka uko yagirira nabi Maridoke n'ubwoko bwe, abaziza ba bakonebabiri b'umwami.

## Umwami Hashuweru azimanira imbaga ye

1Dore ibyabaye ku ngoma ya Hashuweru. Uwo mwami ni we wategekaga ibihugu ijana na makumyabiri na birindwi uhereye mu Buhindi ukageza muri Etiyopiya.

2Umunsi umwe, umwami Hashuweru aza gushengererwa mu ngoro ye iri mu mugi wa Suza.

3Mu mwaka wa gatatu w'ingoma ye, azimanira abatware b'intara n'abagaragu b'inkoramutima, hamwe n'abagaba b'ingabo n'ibindi bikomerezwa by'i Buperisi n'i Bumedi, n'abategetsi b'intara zaho.

4Muri ibyo birori byamaze iminsi ijana na mirongo inani, Hashuweru yari agamije kuratira abo bose ubukire n'ikuzo by'ingoma ye, ataretse ubuhangange bwe bwite.

5Umwami amaze kwakira abo batumirwa be, yakurikijeho abaturage bose bo mu mugi wa Suza kuva ku mukire kugeza ku mutindi nyakujya. Iryo yakirwa ryabereye mu busitani bw'ibwami, ryamaze iminsi irindwi.

6Ahagenewe kwakirirwa hari hatatse cyane imyenda myiza yatoranijwe, imanikishijwe utugozi dutukura dufashe mu mpeta za feza, itendera ku nkingi zubakishijwe amabuye y'agaciro kandi zizengurutse impande zose. Abo batumirwa bakiriwe ahantu hagari kandi hashashe amabuye y'agaciro, hateguwe intebe zinepa, zitatse zahabu na feza.

7Umwami yazimaniye abatumiwe bose inzoga z'amoko menshi bakazinywesha ibikombe bya zahabu; buri wese yikuraga ahaze.

8Nta tegeko ry'umwami ryariho rihatira buri mutumirwa kunywa, ahubwo yari yategetse abanyanzoga be guhereza buri wese bakurikije uko abyifuza.

9Umwamikazi Vasuta na we yari yakiriye abagore mu ngoro y'umwami Hashuweru.

## Umwamikazi Vasuta atakaza ubutoni

10Ku munsi wa karindwi w'ibirori, umwami Hashuweru yiyumvamo ibinezaneza. Hakaba abakone barindwi, bashinzwe abagore b'umwami Hashuweru: Mehumani, Bizeta, Harubona, Bigata, Abagata, Zetari na Karekasi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11Abategeka kumuzanira umwamikazi Vasuta yambaye ikamba rya cyamikazi kugira ngo yiyereke abatumirwa, na bo batangarire uburanga bwe; kandi koko, yari mwiza cyane.

12Ariko umwamikazi Vasuta abyumvise yanga gukurikiza ibyo umwami yamutumyeho abakone be. Umwami na we ahita arakara arabisha.

13Ubusanzwe mu bibazo bikomeye, umwami yagombaga kwiyambaza abazobereye mu mategeko n'ubucamanza.

14Nuko umwami ahamagaza Karishena, Shetari, Adimata, Tarishishi, Merisi, Marisena na Memukani, bakaba abatware b'intebe b'i Buperisi n'i Bumedi, bari ibyegera by'umwami kandi bafite imyanya ikomeye mu gihugu cyose.

15Umwami arababwira ati «Ubwanjye natumye abakone banjye gushyikiriza umwamikazi Vasuta itegeko muhaye, none yansuzuguye. Dushingiye ku mategeko, tumugenze dute?»

16Uwitwa Memukani asubiriza imbere y'umwami n'abatware be, ati «Umwamikazi Vasuta ntiyacumuye ku mwami gusa, ahubwo yanashebeje abatware n'abantu bose batuye mu bihugu byose bitegekwa n'umwami Hashuweru.

17Ako gasuzuguro k'umwamikazi Vasuta nikamara kumenyekana mu bandi bagore bizatuma batumvira abagabo babo. Bityo bajye bavuga bati 'N'umwami Hashuweru ubwe yategetse umwamikazi Vasuta kumwitaba, undi aramuninira!'

18Ibitari kure, uyu munsi abatwarekazi b'i Buperisi n'i Bumedi nibamenya ako gasuzuguro k'umwamikazi, baragafatiraho basuzugure abagabo babo maze na bo barusheho kurakara.

19Niba umwami abyemeye, birakwiye ko ashyiraho itegeko ridasubirwaho kandi rihite ryandikwa mu mategeko y'i Buperisi n'i Bumedi, ribuza Vasuta kongera guhinguka mu maso y'umwami Hashuweru; bidatinze ndetse ahite amusimbuza undi mugore ugomba kuba umwamikazi, uzanarushaho gutunganira umwami.

20Iryo tegeko ritanzwe n'umwami rihite ritangazwa mu batuye igihugu cy'umwami bose kandi muzi ko ari kinini. Bityo kuva ku mukene kugeza ku mutware, buri mugore amenye ko agomba kubaha umugabo we nk'umutegetsi.»

21Icyo gitekerezo kinyura umwami n'abatware be, nuko aherako akurikiza inama yatanzwe na Memukani.

22Yohereza inzandiko mu ntara zose zigize igihugu cye, hakurikijwe imyandikire ya buri ntara n'ururimi rwa buri karere, kugira ngo umugabo wese amenye ko ari umutegetsi iwe.

## Esitera 2

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Esitera yimakazwa

1 Ibyabaye birangiye kandi n'umwami Hashuweru amaze gushira uburakari, yibuka Vasuta n'ibyo yakoze, n'umugambi yafatiwe.

2 Abagaragu b'ibyegera by'umwami baravuga bati «Nibashakire umwami abakobwa b'amasugi kandi b'uburanga.

3 Umwami na we nashyireho abantu yizeye bajye mu ntara zose z'igihugu cye, bazane abakobwa bose b'amasugi kandi b'uburanga mu murwa wa Suza, babajyane mu kigo kigenewe abagore, maze babashinge Hege umukone w'ibwami ushinzwe kumenya abagore, kandi babahe ibya ngombwa byose by'umurimbo.

4 Nuko umukobwa uzashimwa n'umwami azasimbure Vasuta ku bwamikazi.» Ibyo binyura umwami, ni ko kubikora atyo.

5 Mu murwa wa Suza hari Umuyahudi witwa Maridoke mwene Yayiro, wa Shimeyi, wa Kishi, akaba uwo mu muryango wa Benyamini.

6 Yari yaraje mu banyagano umwami w'i Babiloni Nebukadinetsari yakuye i Yeruzalemu hamwe na Yekoniya umwami wa Yuda.

7 Maridoke uwo yari mubyara wa Hadasa, bitaga irya Esitera. Ababyeyi ba Esitera bamaze gupfa, Maridoke amurera nk'umwana we. Uwo mukobwa yari afite igikundiro n'uburanga bihebuje.

8 Nuko iteka n'itegeko ry'umwami bimaze gutangazwa kandi n'abakobwa benshi bamaze guhurizwa mu murwa wa Suza, babashinga Hege; Esitera na we ageze ibwami ashingwa Hege, umurinzi w'abagore.

9 Uwo mukobwa Esitera anyura Hege na we aramubenguka maze ahita amuha ibyo kwisukura n'ibimutunga bimuguye neza, kandi amuha barindwi mu bakobwa b'imena b'ibwami ngo bamubere abaja. Hanyuma we n'abaja be, Hege abacumbikira mu nzu iruta izindi zo mu kigo kigenewe abagore.

10 Maridoke yari yabujije Esitera kuvuga ubwoko bwe n'abo akomokaho.

11 Buri munsi Maridoke yasuraga urwo rugo rugenewe abagore kugira ngo amenye amakuru ya Esitera n'uko afashwe.

12 Iyo umwe mu bakobwa yarangizaga umuhango wo kwarikwa mu mezi cumi n'abiri wagenewe abagore, yajyaga kwiyereka umwami Hashuweru. Dore uko byagendaga mu gihe cyo kwisiga: mu mezi atandatu ya mbere yakoreshaga amavuta ya manemane, mu yandi mezi asigaye agakoresha imibavu n'andi mavuta agenewe abagore.

13 Dore noneho uko umukobwa yajyaga kwiyereka umwami: bamuhaga ibyo yasabaga byose, akabivana mu kigo kigenewe abagore, akabijyana mu ngoro.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14Yarahararaga, mu gitondo bakamushyira mu kindi kigo gitegekwa na Shashigazi, umukone ushinzwe kugenzura abagore b'umwami. Ntiyasubiraga kubonana n'umwami keretse amushatse na bwo kandi akamuhamagaza mu izina rye.

15Esitera mwene Abihayili, ari we warezwe na mubyara we Maridoke, ageze igihe cyo kujya kubonana n'umwami Hashuweru, nta kindi yatse uretse ibyari byerekanywe na Hege umukone w'ibwami wagenzuraga abagore. Esitera uwo yashimwaga kandi agakundwa n'abamuzi bose.

16Nuko Esitera ajyanwa ibwami kubonana n'umwami Hashuweru, hari mu kwezi kwa cumi, ari ko «Tibeti», mu mwaka wa karindwi w'ingoma ya Hashuweru.

17Maze umwami arabutswe Esitera ahita amukunda, kuko yasanze amurutira abandi bagore kandi no kubera kumubonamo igikundiro arusha abandi bakobwa, aramukundwakaza. Bidatinze Hashuweru amwambika ikamba ryiza rya cyami, nuko Esitera ahita asimbura Vasuta ku bwamikazi.

18Hanyuma umwami Hashuweru akoresha umunsi mukuru wo kwakira Esitera, awutumiramo abatware b'intebe n'abagaragu be bose. Kuri uwo munsi akuraho umusoro mu ntara zose kandi abenshi umwami abagabira ibintu.

19Ubwo bongeraga gukoranya abakobwa ubwa kabiri, Maridoke yari yicaye ku irembo ry'ibwami...

20Esitera ntiyari yarigeze kuvuga bene wabo n'ubwoko bwe, nk'uko Maridoke yari yabimwihanangirije. Esitera yakomeje kumvira Maridoke nka mbere akimurera.

### Maridoke atahura ubugambanyi

21Mu gihe Maridoke yari ashinzwe imirimo y'ibwami, yahamenyeye ko Bigitani na Tereshi abakone bari bashinzwe kurinda ingoro y'umwami n'umutekano w'ubuzima bwe, bari bafite ahubwo umugambi wo kwica umwami Hashuweru.

22Maridoke amaze kumenya uwo mugambi mubi, yahise abimenyesha umwamikazi Esitera, na we abigeza ku mwami amubwira ko yabimenyeshejwe na Maridoke.

23Bamaze kubyiga neza basanga harimo ukuri, icyaha gihama abo barinzi bombi, bahanishwa kubambwa ku giti. Nuko ibyo byose babyandikira mu maso y'umwami mu Gitabo cy'Amateka y'ibwami.

## Esitera 3

### Hamani na Maridoke bagirana amatiku

1Ibyo birangiye, umwami Hashuweru aha umwanya ukomeye Hamani, mwene Hamudati wo mu muryango wa Agagi, aramuzamura maze amusumbya abandi batware bose b'intebe b'umwami.

2Abagaragu b'ibwami bose bapfukamiraga Hamani, bakanamwunamira nk'uko

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

umwami yari yarabitegetse. Ariko Maridoke ntiyamupfukamira cyangwa ngo amwunamire.

3 Nuko abagaragu bahora ibwami babaza Maridoke, bati «Kuki urenga ku itegeko ry'umwami?»

4 Babimubwiraga buri munsi, ariko we ntabumve. Ni ko kubimenyesha Hamani kugira ngo barebe niba Maridoke atava ku izima; mu by'ukuri yari yarabamenyesheje ko ari Umuyahudi.

5 Hamani abonye ko Maridoke atamuterera ivi kandi ntamwunamire, umujinya uramushengura.

6 Ariko yirinda kugira icyo atwara Maridoke wenyine, kubera ko bari bamumenyesheje ubwoko Maridoke akomokamo. Nuko Hamani ashaka ukuntu yarimbura ubwoko bwa Maridoke, ni ukuvuga Abayahudi bose bari mu gihugu cyose cy'umwami Hashuweru.

7 Mu kwezi kwa mbere k'umwaka wa cumi n'ibiri kwitwa Nisani, umwami Hashuweru ari ku ngoma, ni bwo bakoreye ubufindo imbere ya Hamani, ngo bamenye igihe kibatunganiye, nuko ubufindo bugusha ku kwezi kwa cumi n'abiri ari ko bita Adari.

### Hamani yoshya umwami gutsemba Abayahudi

8 Nuko Hamani abwira umwami Hashuweru, ati «Hari ubwoko buteye ukwabwo, butatanye kandi bwitaruye abandi batuye mu ntara zose zigize igihugu utegeka. Amategeko yabo anyuranye n'ay'abandi, ntibumvira umwami. Kubihorera rero, nta cyo byunguye umwami.

9 Niba umwami abyemeye, nihandikwe itangazo ribatsemba. Hanyuma nzabarira abasoresha ibiceri bya feza ibihumbi cumi, bizashyirwe mu mutungo w'umwami.»

10 Nuko umwami akura impeta ye mu rutoki ayambika Hamani, mwene Hamudata wo mu muryango wa Agagi, akaba n'umwanzi w'Abayahudi.

11 Hanyuma umwami abwira Hamani, ati «Feza uzazigumanire, naho ubwo bwoko ubukoreshe icyo ushaka.»

12 Abanditsi b'ibwami batumizwa ku munsi wa cumi n'itatu mu kwezi kwa mbere. Nuko bandikira ibisonga by'umwami n'abatware b'ibihugu, n'abatware ba buri bwoko, kandi bandika bakurikije amategeko yatanzwe na Hamani, banakurikije inyandiko bwite ya buri ntara no mu rurimi rwayo. Bandika mu izina ry'umwami Hashuweru kandi banashyiraho ikashe y'impeta ye.

13 Nuko inzandiko zoherezwa mu ntara zose zigize igihugu cy'umwami Hashuweru, kugira ngo mu munsi umwe babe barangije kwica no gutsemba Abayahudi bose, ni ukuvuga abato n'abakuru, abana n'abagore, kandi banasahure n'ibintu byabo byose,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ku munsi wateganijwe wa cumi n'itatu w'ukwezi kwa cumi n'abiri, kwitwa Adari.

### Iteka rya Hashuweru ritegeka gutsemba Abayahudi

13a Dore uko iyo baruwa yari yanditse: Umwami ukomeye Hashuweru yandikiye ibi bikurikira abatware b'intara ijana na makumyabiri n'indwi, uhereye mu Buhindi ukageza muri Etiyopiya, bo n'abatware b'uturere:

13b «N'ubwo ingoma yanjye yakwiriye ibihugu bitabarika, nkaba ntwara isi yose aho abantu batuye, singengwa n'ubwirasi bwo gutegeka, ahubwo nyoborana ubugwaneza n'ugucisha make. Mpora nshaka ko abo ntegeka babaho mu mutekano uzira intugunda, ngaharanira guteza imbere igihugu ngo kibe nyabagendwa kugeza ku nkiko za kure, no kugarura amahoro, yo abantu bose baba bararikiye.

13c None umwe mu bajyanama banjye nari nakoranyije ngo turangize uwo mugambi, yagize icyo atubwira. Uwo mugabo afite ubushishozi bw'imena; yagaragaje ubuyoboke budacogora n'ubudahemuka budakuka, kandi afite umwanya wa kabiri mu gihugu, uwo ni Hamani;

13d yatweretse ko, mu moko anyanyagiye ku isi aho abantu batuye, hari ihanga ribi, rifite amategeko yaryo atuma rizira ayandi mahanga, ntiryite na rimwe ku mategeko y'ibwami, ku buryo ribangamira ubumwe bw'igihugu nyobora nta makemwa.

13e Maze kubona ko uwo muryango wivanye mu yindi ugahora ushyamiranye n'abantu bose, ko wigunze ukwawo kwa wonyine ukagira imico wihariye ukurikije amategeko yawo, ko kuba urwanya ubutegetsi bwacu biwutera ibikorwa by'ubwigomeke bikabije, bityo ukabangamira umutekano w'igihugu.

13f Kubera izo mpamvu, ntegetse ko abo amabaruwa ya Hamani azagaragaza, — ni we wahawe ubutware mu butegetsi bw'igihugu kandi ni we mubyeyi wacu wa kabiri — bose bazamarirwa ku icumu ry'abanzi babo nta kubabarira, nta gukigakiga, bose nta kuvangura abagore cyangwa abana, ku munsi wa cumi na kane w'ukwezi kwa cumi n'abiri kwa Adari muri uyu mwaka.

13g Bityo abo bagome ba kera na kare bazamanukira umunsi umwe i kuzimu bazize urupfu rukakaye maze baduhe amahoro, ubutegetsi bwacu buzagire umutekano n'ituze mu bihe bizaza.»

14 Urwo rwandiko rwagombaga gutangazwa nk'iteka muri buri ntara no kumenyeshwa amoko yose kugira ngo bazabe biteguye kuri uwo munsi.

15 Umwami ategeka ko inzandiko zihutishwa kandi ko iryo teka ritangarizwa mu kigo cy'umurwa wa Suza. Umwami na Hamani baricara baranywa, naho abo mu murwa wa Suza bose bari bumiwe.

## Esitera 4

### Maridoke yiyambaza Esitera


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1Maridoke amaze kumenya ibyabaye byose, ashishimura imyambaro ye, yambara ikigunira kandi yisiga ivu, maze ajya mu mugi rwagati, acura umuborogo.

2Nuko arakomeza agera ku irembo ry'ibwami, ntiyashoboraga kuharenga kuko yari yambaye ikigunira.

3Maze uko itegeko n'iteka by'umwami byageraga muri buri ntara, akaba ari ko Abayahudi bagira akababaro gakomeye, bakiyiriza ubusa, bakarira bakaganya, benshi muri bo bakarara ku bigunira bashashe mu ivu.

4Nuko abaja ba Esitera n'abakone be baza kumumenyesha ibyabaye byose. Umwamikazi arashavura cyane. Ni bwo ahise yohereza Maridoke indi myambaro ngo yambare kandi akuremo icyo kigunira. Ariko Maridoke aranga.

5Nuko Esitera ahamagara Hataki, umwe mu bakone b'umwami wari ushinzwe imirimo y'umwamikazi, amutuma kuri Maridoke kugira ngo amusiganuze ibyabaye n'icyabiteye.

6Hataki aragenda asanga Maridoke ku karubanda imbere y'ingoro y'ibwami.

7Maze Maridoke amumenyesha ibyamubayeho byose n'umubare wa feza Hamani yiyemeje gushyira mu isanduku y'igihugu kugira ngo arimbure Abayahudi.

8Anamuha urwandiko rusubira mu nyandiko y'iteka ryatangarijwe i Suza, kugira ngo Abayahudi bose barimburwe, ngo arwereke Esitera, amusobanurire ibyabaye kandi amusabe akomeje gusanga umwami kugira ngo amuhendahende, amutakambira gukiza ubwoko bwe.

8a«Wibuke igihe wari umutindi nyakujya, n'uko watunzwe n'ikiganza cyanjye. Kuko Hamani, umukuru wungirije umwami, yatubeshyeye ngo baturimbure.

8bWambaze Uhoraho, utuvuganire ku mwami, udukize urupfu!»

9Hataki agaruka gushyikiriza Esitera ubutumwa bwa Maridoke.

10Nuko Esitera yongera gutuma Hataki kuri Maridoke amubwira, ati

11«Abagaragu bose b'umwami n'abantu batuye mu ntara zigize igihugu cy'umwami, bazi neza ko umuntu wese, yaba umugabo cyangwa umugore, usanze umwami mu ngombe ya kambere atahamagawe, ahanishwa gupfa; keretse umwami amuhereje inkoni ye ya zahabu, ni bwo ashobora kubaho. Jyewe rero, maze iminsi mirongo itatu ntanahamagarwa n'umwami.»

12Bamenyesha Maridoke igisubizo cya Esitera.

13Nuko Maridoke atuma kuri Esitera, avuga ati «Ntiwibwire ko uzarokoka, wowe wenyine mu Bayahudi ngo n'uko uri mu ngoro y'umwami.

14Kuko, n'aho wakwicecekera, ntakizabuza Abayahudi guhumurizwa no kubohorwa

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

biturutse ahandi , gusa wowe n'inzu ya so muzarimbuka. Mbese wabwirwa n'iki ko atari iyo mpamvu yatumye uba umwamikazi»?

15Esitera na we aramusubiza, ati

16«Genda ukoranye Abayahudi bose bari i Suza maze mwihane kubera jyewe: mumare iminsi itatu mutarya, mutanywa, umunsi n'ijoro. Nanjye n'abaja banjye tuzabigenza dutyo. Hanyuma, nzirengagiza itegeko, nsange umwami; niba ngomba gupfa nzapfe.»

17Maridoke aragenda maze abikora nk'uko Esitera yabimutegetse.

### Isengesho rya Maridoke

17aNuko atakambira Uhoraho, yibutsa ibyo Uhoraho yakoze byose, aravuga ati

17b«Uhoraho, Uhoraho, Mwami ushoborabyose, isi n'ijuru ubifiteho ububasha, kandi nta n'umwe wagutambamira ushatse gukiza Israheli,

17ckuko ari wowe waremye ijuru n'isi n'ibitangaza byose biri mu nsi y'ijuru. Uri Umugenga w'ibintu byose kandi nta we ushobora kukurwanya, wowe Nyagasani.

17dWowe umenya byose, uzi ko kwanga kunamira umwirasi Hamani, ntabigiriye agasuzuguro cyangwa ubwirasi cyangwa gukurikirana ikuzo; kuko no kumurigata ibirenge nabikora ngo Israheli irokoke.

17eGusa nabigiriye kwanga ko icyubahiro ngomba umuntu cyasumba icyo ngomba Imana. Nta we nzunamira atari wowe, Mwami wanjye, kandi sinzabigirira kwirata.

17fNone rero Nyagasani, Mana, Mwami, Mana ya Abrahamu, kiza umuryango wawe; kuko baturebera kuturimbura, kandi bakaratiye gutsemba umurage wawe wa kera.

17gWisuzugura umugabane wawe, abo wigaruriye mu gihugu cya Misiri.

17hUmva isengesho ryanjye, rebana impuhwe abo wiyeguriye, ubwirabure bwacu ubuhindure ibyishimo, kugira ngo nitubaho, turirimbe izina ryawe, Nyagasani, woye koreka abo umunwa wajyaga ugusingiza.»

17iIsraheli yose na yo itera hejuru n'imbaraga zayo zose, kuko urupfu rwari rubugarije.

### Isengesho rya Esitera

17jUmwamikazi Esitera yari mu cyunamo gikomeye, na we ahungira kuri Uhoraho. Amaze kwiyambura imyenda y'umurimbo, yambara iy'akababaro no kwirabura; aho kwisiga imibavu y'igiciro, yiraba ivu n'umwanda; ababaza bikomeye umubiri we, maze ingingo yajyaga yishimira kugira nziza, azitwikiriza imisatsi idashokoje. Atakambira Uhoraho, Imana ya Israheli, agira ati

17k«Mana yanjye, Mwami wacu, nta wundi nkawe! Ntabara, dore ndi jyenyine kandi


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nta wundi wangoboka atari wowe; kuko ndiho nishyira icyago.

17l Kuva mu buto bwanjye, abo mu bwoko bwa data bambwiraga ko ari wowe, Nyagasani, wahisemo Israheli mu mahanga yose, n'ababyeyi bacu, ubahitamo mu bakurambere babo bose ngo bakubere umurage ubuziraherezo. Kandi ko wabarangirije ibyo wababwiye byose.

17m Ubu ngubu ariko twagucumuyeho, utugabiza ibiganza by'abanzi bacu, kuko twasenze ibigirwamana byabo. Uri intabera, Nyagasani!

17n None ubu ngubu agahinda k'uko tubabereye abacakara ntikabahagije; baratugambaniye n'ibigirwamana byabo, ngo baburizemo icyategetswe n'umunwa wawe, batsembe umurage wawe, bazibiranye abagusingiza, bazimye ikuzo ry'Ingoro yawe ndetse n'urutambiro rwawe,

17o babumbure umunwa w'amahanga kugira ngo ashimagize ibitagira shinge kandi arate iteka umwami w'umunyamubiri.

17p Nyagasani, ntuhe inshyimbo yawe abatibereyeho na bo ubwabo, kandi abanzi bacu ntibakaduseke ngo twaguye ahaga, ahubwo imitego yabo uyibicishe maze uwaje aturwanya abe iciro ry'imigani.

17q Ibuka, Nyagasani, wimenyekanye, muri iki gihe cy'amage turimo! Nanjye umpe ubutwari, wowe Mwami w'imana zose, ukaba umugenga w'abafite ubutegetsi bose.

17r Unshyire ku minwa imvugo iryohereye ningera imbere y'intare, maze utere umutima we kuzinukwa uturwanya ku buryo azarimbukana n'abafatanyije na we.

17s Twebweho, ukuboko kwawe kuturamire! Untabare ndi jyenyine, nta wundi ngira atari wowe, Nyagasani!

17t Uzi byose. Uzi ko nanga icyubahiro baha ibyigomeke; uburiri bw'abatagenywe buntera ishozi kimwe n'ubw'umunyamahanga uwo ari we wese.

17u Wowe uzi neza ukuntu bankoresha ibyo ndashaka, ngaterwa ishozi na rya kamba ntamiriza uko ngiye ahagaragara, ari na cyo kimenyetso cy'urwego nashyizwemo, rikantera iseseme kimwe n'umwenda wanduye, bigatuma ntaryambara mu minsi isanzwe.

17v Umuja wawe ntarigera arya kwa Hamani, ntaratumirwa ibwami mu birori byo kurya, ntaranywa divayi yatuweho igitambo.

17w Umuja wawe nta byishimo aheruka kuva umunsi yazanywe hano kugeza ubu, keretse iruhande rwawe, Nyagasani, Mana ya Abrahamu.

17x Mana, Nyir'imbaraga zitsinda byose, umva ijwi ry'abihebye; dukize ikiganza cy'abagome maze unkize ubwoba mfite!»

## Esitera 5

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Esitera atinyuka kwegera umwami

1 Nyamara, ku munsi wa gatatu, Esitera arekera aho gusenga, yiyambura imyenda y’amaganya, yambara imyambaro ye y’icyubahiro.

1a Asubirana ubwiza bwe, maze arangije gutakambira Imana irinda abantu bose ikabarokora, ajyana n’abaja be babiri. Umwe amwigwandikaho nk’uwabuze imbaraga, undi arakurikira afashe igishura.

1b Naho we yari yatantamuye inzobe, ubwiza ari bwose. Mu maso harabengeranaga nk’aho umukobwa ushengurwa n’urukundo, ariko umutima wari usaritswe n’ubwoba.

1c Amaze kurenga imiryango yose, ahagarara imbere y’umwami. Umwami yari yicaye ku ntebe ye y’ubugabe, yambaye ibimuranga bye byose by’iminsi mikuru, atatse wese zahabu n’ibiva mu mabuye y’agaciro. Yari ateye ubwoba cyane.

1d Yubura uruhanga rwe rubengerana, ijisho ritera ibishashi kubera kurakara. Umwamikazi yitura hasi. Acika intege, ahindura ibara maze umutwe we awegeka ku muja wamugendaga iruhande.

1e Ariko Imana ihindura umutima w’umwami, ituma agwa neza. Arashiguka, asimbuka ava ku ntebe ye ya cyami, afata umwamikazi mu maboko kugeza aho azanzamukiye; yamuhozaga amubwira amagambo amurema agatima.

1f Yagiraga ati «Ubaye ute, Esitera? Humura; tuva inda imwe. Nta cyo uba: amategeko yacu areba gusa rubanda rwa giseseka. Cyo tambuka!»

2 Nuko, azamura inkoni ye ya cyami yari ikoze muri zahabu, ayimushyira ku bikanu, aramuhobera maze aravuga, ati «Ngaho mbwira.»

2a Esitera aravuga, ati «Nakubonye, Nyagasani, umeze nk’umumalayika w’Imana, maze umutima unshigukamo kubera gutinya ikuzo ryawe; kuko uri mwiza bitangaje, Nyagasani, n’uburanga bwawe burashamaje.»

2b Akivuga, acika intege yitura hasi. Umwami arikanga, naho ibyegera bye byose bigerageza kumurema agatima.

3 Umwami aramubaza ati «Bite, mwamikazi Esitera? Urashaka iki? Naho cyaba icya kabiri cy’igihugu cyanjye wakibona!»

4 Nuko Esitera arasubiza ati «Niba umwami abishaka, yazana na Hamani uyu munsi bagasangira amazimano namuteguriye.»

5 Umwami ati «Mubwire Hamani abanguke kuko Esitera yadutumiye!» Umwami azana na Hamani mu birori Esitera yabateguriye.

6 Nuko igitaramo kijya kurangira, umwami abaza Esitera, ati «Urasaba iki ngo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ugihabwe? Icyo wifuza ni iki? Naho cyaba icya kabiri cy'igihugu cyanjye wakibona!»

7Esitera arasubiza ati «Icyo nsaba... ? Icyo nifuza... ?

8Niba ntonnye ku mwami, akanemera kumpa icyo nsaba kandi akandangiriza icyo nifuza, umwami azagarukane na Hamani mu isangira nzabategurira ejo, hanyuma nzabwira umwami icyo nifuza.»

### Hamani ashinga igiti cyo kumanikaho Maridoke

9Uwo munsi Hamani yatashye yishimye kandi anezerewe. Ariko Hamani abonye Maridoke ku irembo ry'ibwami atamuhagurukiye kandi ngo ahinde umushyitsi imbere ye, aramurakarira cyane.

10Nyamara Hamani arenzaho maze ataha iwe. Nuko atumiza incuti ze n'umugore we Zereshi.

11Hamani abaratira ubukire bwe buhanitse, ubwinshi bw'abana be, ukuntu umwami yamuzamuye, akamusumbya abandi batware n'abagaragu be.

12Nuko Hamani yungamo ati «Dore n'igitaramo umwamikazi Esitera yateguriye umwami, nta wundi yagitumiyemo usibye jye. Kandi n'ejo ni jye uzongera kujyanayo n'umwami.

13Ariko ibyo byose nta cyo bimariye mu gihe cyose ngisuzugurwa na Maridoke w'Umuyahudi aho yicaye hariya ku karubanda!»

14Nuko umugore we Zereshi n'incuti ze baramubwira, bati «Nibashinge igiti gifite imikono mirongo itanu maze ejo mu gitondo uzasabe umwami kukimanikaho Maridoke, ubone kujyana n'umwami mu gitaramo unezerewe.» Icyo gitekerezo kinyura Hamani, nuko ahita ashingisha igiti.

## Esitera 6

### Hamani ategekwa kubahiriza Maridoke

1Muri iryo joro, umwami abura ibitotsi. Nuko atumiza igitabo cy'Amateka y'ibwami, maze barakimusomera.

2Bagera ahavuga uko abakone babiri Bigitani na Tereshi barindaga amarembo y'ibwami, bashatse kwica umwami Hashuweru, maze Maridoke akabatahura.

3Umwami arabaza, ati «Ni ikihe cyubahiro n'iyihe mpeta Maridoke yahawe, agororerwa ibyo yakoze?» Abagaragu be baramusubiza bati «Nta cyo yahawe.»

4Umwami aravuga, ati «Uwo uri hanze ni nde?» Nuko Hamani akaba yari ahagaze ku karubanda, azanywe no kubwira umwami ngo Maridoke amanikwe ku giti yari yamuteguriye.

5Abagaragu basubiza umwami, bati «Ni Hamani uri ku karubanda.» Umwami ategeka


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ko yinjira.

6Hamani arinjira. Umwami aramubaza, ati «Bagenzereza bate uwo umwami ashaka guha ikuzo?» Nuko Hamani aribwira, ati «Ni nde wundi utari jye umwami ashaka guhesha ikuzo?»

7Hamani rero asubiza umwami, ati «Umuntu umwami ashaka guha ikuzo?...

8Ni ukuzana umwenda umwami yambaye, n'ifarasi yagendeyeho, bakayitamiriza ikamba rya cyami.

9Uwo mwambaro n'iyo farasi bakabishinga umwe mu batware bakomeye b'umwami, akambika wa muntu umwami ashaka guha ikuzo, akamwuriza na ya farasi; maze bakamuzengurutsa umugi, bavuga bati 'Dore uko bagenzereza umuntu umwami ashaka guha ikuzo!'»

10Nuko umwami abwira Hamani, ati «Vuba! Fata umwambaro n'ifarasi nk'uko ubivuze maze ubigenzereze utyo Umuyahudi Maridoke wicaye ku karubanda; ntugire icyo wirengagiza mu byo wavuze byose!»

11Hamani afata umwambaro n'ifarasi yambika Maridoke, amutambagiza umuhanda wose w'umugi ahetswe na ya farasi, agenda imbere ya Maridoke avuga, ati 'Dore uko bagenzereza umuntu umwami ashaka guha ikuzo!»

12Nuko Maridoke asubira ku karubanda, na we Hamani yiruka ataha, yacitse intege kandi yubitse umutwe.

13Hamani atekerereza umugore we Zereshi n'incuti ze zose uko byamugendekeye. Abajyanama be n'umugore we Zereshi baramubwira bati «Ubwo utereye agaciro imbere ya Maridoke, kandi akaba ari Umuyahudi, ntukimushoboye, ahubwo uzakomeza ute agaciro imbere ye».

14Bakivugana na we babona abakone b'ibwami barahageze maze bihutira kujyana Hamani mu isangira ryateguwe na Esitera.

## Esitera 7

### Hamani yamburwa icyubahiro kandi aricwa

1Umwami na Hamani baza gusangira n'umwamikazi Esitera.

2Kuri uwo munsi wa kabiri, isangira ryenda kurangira, umwami yongera kubaza Esitera, ati «Mwamikazi Esitera, urasaba iki ukagihabwa? Urifuza iki? Naho cyaba icya kabiri cy'igihugu cyanjye wagihabwa!»

3Umwamikazi Esitera asubiza umwami, ati «Niba ngufiteho ubutoni kandi ukaba unabishaka, ngusabye ubuzima bwanjye kandi nkanagusaba kugira ngo ubwoko bwanjye bubeho.

4Mu by'ukuri jyewe n'ubwoko bwanjye twaragurishijwe ngo twicwe, turimburwe,

dutsembwe! Nyamara iyo tugurirwa kuba abacakara cyangwa abaja, nari kwicecekera, kuko ibyo bitatuma dutesha umwami igihe.»

5Nuko umwami abaza umwamikazi Esitera, ati «Uwo watekereje gukora atyo, ni nde kandi ari hehe?»

6Esitera arasubiza, ati «Umubisha n'umwanzi wacu ni uyu mugome Hamani !» Nuko Hamani asuhererwa imbere y'umwami n'umwamikazi.

7Umwami ahita ava ku meza asohokana uburakari bwinshi, agana mu busitani bw'ingoro. Hamani asigara atakambira umwamikazi Esitera ngo amurokore kuko yabonaga ko umwami yamutanze byarangiye.

8Umwami avuye mu busitani agarutse mu nzu y'isangira, asanga Hamani yatagangariye ku ntebe Esitera yicayeho. Ako kanya umwami, ati «Agiye no kugundirira umwamikazi aho ndeba!» Umwami aherako atanga itegeko ngo bapfuke Hamani igitambaro mu maso.

9Hanyuma Harubona umwe mu bakone b'umwami, avugira imbere y'umwami, ati «Hari igiti gifite imikono mirongo itanu, Hamani yateguriye kumanikaho Maridoke.» Umwami arasubiza, ati «Nabe ari we ukimanikwaho!»

10Maze bamanika Hamani ku giti yari yateguriye Maridoke. Nuko umwami ashira uburakari.

## Esitera 8

1Uwo munsi, umwami Hashuweru agabira umwamikazi Esitera umutungo wose wa Hamani, umwanzi w'Abayahudi. Noneho Maridoke agera imbere y'umwami kuko Esitera yari yamumenyesheje icyo bapfana.

2Umwami akuramo impeta yambuye Hamani ayambika Maridoke. Esitera na we agira Maridoke umugenga w'umutungo wose wa Hamani.

3Esitera arongera ahendahenda umwami maze aramupfukamira, amuririra mu maso amusaba guhagarika no kwanga umugambi mubi Hamani, wo mu muryango wa Agagi, yari yarafatiye Abayahudi.

4Umwami atunga Esitera inkoni ye ya zahabu. Nuko Esitera arahaguruka ahagarara imbere y'umwami.

5Maze aravuga, ati «Umwami nabishima, niba mutonnyeho kandi ibyo mvuga bitunganye, nkaba nanamushimishije, niyemere bandike inzandiko zihagarika iz'ubugambanyi Hamani, mwene Hamudati wo mu muryango wa Agagi, yandikiye gutsemba Abayahudi bose batuye mu bihugu by'umwami.

6Mbese nabasha nte kwihanganira amakuba agiye kugwirira ubwoko bwanjye? Nakwihanganira nte kubona bene wacu barimbuka?»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7Umwami Hashuweru asubiza umwamikazi Esitera n'Umuyahudi Maridoke, ati «Dore nahaye umwamikazi Esitera umutungo wose wa Hamani, naho we bamumanitse ku giti kuko yari yashatse kwicisha Abayahudi.

8Namwe, mwandikire Abayahudi uko mushatse, mubandikire mu izina ry'umwami kandi mushyireho ikashe y'impeta ye, kuko iryanditswe mu izina ry'umwami kandi rigashyirwaho ikashe y'impeta ye, ridashobora gukuka.»

9Abanditsi b'ibwami batumizwa ako kanya; hari ku wa makumyabiri na gatatu w'ukwezi kwa gatatu kwitwa Sawani. Ku wa makumyabiri na gatatu bandikira Abayahudi ibyo Maridoke ategetse byose, bandikira n'ibisonga by'umwami, abategetsi n'abatware bakuru b'ibihugu uko ari ijana na makumyabiri na birindwi, uhereye mu Buhindi ukageza muri Etiyopiya. Bandikira buri gihugu mu nyandiko yacyo, na buri bwoko mu rurimi rwabwo, n'Abayahudi mu nyandiko yabo no mu rurimi rwabo.

10Bandika inzandiko mu izina ry'umwami Hashuweru, hanyuma bashyiraho n'ikashe y'impeta ye. Izo nzandiko zijyanwa n'intumwa zigendera ku mafarasi yatoranyirijwe gukorera ubutegetsi.

11Zari zanditswemo ngo «Umwami yemereye Abayahudi bari muri buri mugi kwisungana, bakaba maso, kugira ngo bice, batsembe, bamareho igitero cy'ubwoko ubu n'ubu, cyangwa cy'igihugu iki n'iki, kizabasagarira. Bashobora no kwica abagore n'abana babo, bakananyaga n'ibyo batunze.

12Ibyo bizabe mu munsi umwe gusa, mu bihugu byose by'umwami Hashuweru, uwo munsi ukaba uwa cumi n'itatu w'ukwezi kwa cumi n'abiri, ari ko Adari.

### Iteka rya Hashuweru risubiza Abayahudi uburenganzira bwabo

12aIbaruwa yanditswe, yari iteye itya:

12b«Umwami ukomeye Hashuweru araramutsa abatware b'intara ijana na makumyabiri n'indwi, uhereye mu Buhindi ukageza muri Etiyopiya, n'abadukunda bose!

12cAbantu benshi bamara guhaga ibyubahiro bakesha ababagirira neza, bakarushaho kwirata; ntibashaka gusa kugirira nabi abatugaragira, ahubwo ndetse umutungo wabo umara kubatwara umutima, bagahindukirana ababagirira neza ubwabo.

12dGuhindura abandi indashima, ntibibahaza; ahubwo bishinga umwirato w'abatazi igikorwa cyiza, maze bagakeka ko bazacika urubanza rurwanya ikibi, urw'Imana idahwema gucengera byose.

12eBityo rero, byagiye bibaho kenshi, ko abashyizwe mu rwego rw'abategetsi, na bo bagashyiraho incuti zabo ngo zibabere abafasha, bishyize hamwe na zo batabishaka, maze bamena amaraso y'intungane kandi bateza ibyago byinshi;


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12fkuko amayeri n'uburyarya bw'abagira nabi bihuma amaso y'abatware buje ineza n'ubuntu.

12gUmuntu wese yabyibonera, atari mu nkuru za kera badutekerereje, ahubwo ashishoje akareba ibimuri hafi, mu marorerwa akorwa n'abategetsi gica batakibukwiye.

12hNi ngombwa ko duteganya ibihe bizaza, tugaha abantu bose amahoro n'ituze mu gihugu,

12iduhindura ibigomba guhindurwa kandi tukakirana ubwitonzi buhagije ibibazo batugezaho.

12jNi nk'uko byagendekeye Hamani, mwene Hamudati, ukomoka muri Masedoniya, utagira icyo apfana n'Abaperisi habe na busa. Twamugiriye ubuntu tumwakira iwacu,

12ktumwereka ubucuti dusanzwe tugaragariza amahanga yose, ndetse bigeza n'aho tumwita umubyeyi wacu, rubanda rwose ruramwunamira kuko ari we mukuru wungirije uwicaye ku ntebe y'ubwami!

12lUrwo rwego ntirwamuhagije, ahubwo yashatse no kutwambura ubutegetsi n'ubuzima,

12mmaze asobekeranya ibinyoma n'ubucabiranya, asaba ko uwaturokoye agahora anatugirira neza, Maridoke, n'umuziranenge dusangiye ingoma, Esitera, bakwicwa hamwe n'umuryango wabo wose.

12nNi ukuri yagenzaga atyo ashaka ko dusigara turi ba nyakamwe maze ingoma y'Abaperisi akazayegurira abo muri Masedoniya.

12oNyamara abo Bayahudi uwo mugome bikabije yashakaga koreka, turabona atari abagome, ahubwo twasanga bagengwa n'amategeko aboneye.

12pNi bene Imana Nyir'ubuzima isumba byose, iruta byose, yo idukomereje ingoma, nk'uko yabigiriye abasokuruza bacu, mu munezero ushimishije.

12qMuzaba mukoze neza rero nimutita ku nyandiko za Hamani, mwene Hamudati, kuko nyir'ukuzandika azaba yarabambwe mu marembo ya Suza hamwe n'urugo rwe rwose; bityo Imana, Umugenga wa byose, izaba imuhannye vuba kandi uko akwiye.

12rNimumanike ahantu hose hagaragara amagambo y'iyi baruwa. Nimureke Abayahudi bakurikize umuco wabo bwite, kandi muzabatabare bazashobore guhashya ababahagurukiye igihe cy'amage, ku munsi wa cumi na gatatu w'ukwezi kwa cumi n'abiri kwa Adari, ari na wo washyizweho ngo barimburwe.

12sUwo munsi koko, aho kubera umuryango watoranijwe umunsi wo kurimburwa, Imana, yo igenga byose, yawubahinduriye umunsi w'ibyishimo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12t Namwe rero, muzahimbaze uwo munsi w'icyatwa, uzabe umwe mu minsi mikuru yubahirizwa mu buryo bwose bwo kwishima, kugira ngo, ari ubu, ari no mu bihe bizaza, uzabere twebwe n'Abaperisi b'umutima mwiza ikimenyetso cy'uburokorwe, naho abatugambanira uzababere urwibutso rw'uko boramye.

12u Buri mugi cyangwa buri ntara, aho batazakurikiza aya mabwiriza, bazashirire ku icumu no mu muyonga nta kubabarira; si abantu bonyine batazongera kuhakandagira, ahubwo n'inyamaswa z'igasozi n'inyoni ubwazo zizahazinukwa ubuziraherezo.

13 Amagambo yo muri iri teka azamanikwe ahagaragara neza mu gihugu cyose, maze bityo kuri uwo munsi, Abayahudi bazabe biteguye kurwanya abanzi babo.»

14 Umwami amaze gutanga itegeko, intumwa zihetswe n'amafarasi akorera ubutegetsi zigenda nk'umurabyo; itegeko ritangazwa mu murwa wa Suza.

15 Hanyuma Maridoke asohoka ibwami yambaye umwambaro wa cyami w'umuhemba uteyeho inshunda, n'ikamba rinini rya zahabu, n'igishura cya hariri gitukura. Abo mu murwa wa Suza bose barasakuzaga bishimye.

16 Naho mu Bayahudi hari umucyo n'ibyishimo, umunezero n'ikuzo.

17 Buri gihugu na buri mugi itegeko n'iteka by'umwami byageragamo, Abayahudi barishimagа, bakanezerwa, bagakora ibitaramo n'iminsi mikuru. Abenegihugu benshi bihindura Abayahudi, kuko bari babateye ubwoba.

## Esitera 9

### Abayahudi bihorera

1 Ku munsi wa cumi n'itatu w'ukwezi kwa cumi n'abiri, kwitwa Adari, ni ho itegeko n'iteka by'umwami byagombaga kubahirizwa, ari na wo munsi abanzi b'Abayahudi bibwiraga ko bagiye kubagiraho ububasha, ariko ibintu biza guhinduka, Abayahudi baba ari bo babiganzura.

2 Abayahudi batuye mu bihugu byose by'umwami Hashuweru, barisunganaga aho bari mu migi yabo, bakarwanya abashakaga kubagirira nabi. Ntawabahangaraga kubera ko bateraga abantu bose ubwoba.

3 Maze abatware b'ibihugu, ibisonga by'umwami, abatware b'intebe n'abakoreraga umwami, abo bose barwanira Abayahudi kuko Maridoke yari yabateye ubwoba.

4 Maridoke uwo yari akomeye cyane mu ngoro y'umwami kandi n'icyubahiro cye cyari cyarogeye mu bihugu byose bigize ingoma y'umwami. Koko rero, uwo mugabo Maridoke yagendaga arushaho gukomera.

5 Nuko Abayahudi bahura inkota abanzi babo, barabica barabatsemba. Abajyaga babasuzugura bose babagira uko bashaka.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6Mu murwa wa Suza wonyine, Abayahudi bahatsinze abantu magana atanu.

7Barongera bica Parishanidata, Darifoni, Asipata,

8Porata, Adaliya, Aridata,

9Parimashita, Arizayi, Aridayi na Wayizata,

10abo bakaba abahungu cumi ba Hamani mwene Hamudati, umwanzi w'Abayahudi. Cyakora nta kintu na kimwe banyaze.

11Uwo munsi bamenyesha umwami umubare w'abiciwe mu murwa wa Suza.

12Nuko umwami abwira umwamikazi Esitera, ati «Mu murwa wa Suza, Abayahudi bishe abantu magana atanu barabatsemba kandi bica n'abahungu cumi ba Hamani. Mbese nk'ubu mu bindi bihugu by'umwami, ho byagenze bite? Niko se, hari ikindi usaba? Uzagihabwa. Hari ikindi waba wifuza? Kizakorwa!»

13Maze Esitera arasubiza, ati «Umwami abishatse, yakwemerera Abayahudi b'i Suza ko iryo tegeko ryakurikijwe uyu munsi ryakomeza ndetse n'ejo, naho imirambo y'abahungu ba Hamani ikamanikwa ku giti!»

14Nuko umwami ategeka ko biba bityo, abahungu ba Hamani uko ari icumi baramanikwa.

15Bukeye bwaho, ku munsi wa cumi n'ine w'ukwezi kwa Adari, Abayahudi batuye i Suza bongera gukomeza imirwano, bahicira abantu magana atatu, ariko ntibagira icyo banyaga.

16Naho Abayahudi batuye mu bindi bihugu bigize ingoma y'umwami bariyegeranya kugira ngo birwaneho, maze bikize abanzi babo. Mu bajyaga babasuzugura bicamo abantu ibihumbi mirongo irindwi na bitanu, ariko ntibagira icyo banyaga.

17Ubwo hari ku munsi wa cumi n'itatu w'ukwezi kwa Adari, ku wa cumi n'ine bararuhuka, uba umunsi wo gusangira no kunezerwa.

18Naho Abayahudi bari bateraniye i Suza ku wa cumi n'itatu no ku wa cumi n'ine, bo baruhuka ku wa cumi n'itanu, bawugira umunsi wo gusangira no kunezerwa.

19Ni yo mpamvu, uwo munsi wa cumi n'ine w'ukwezi kwa Adari, Abayahudi batuye mu midugudu yo mu cyaro bawugize umunsi wo kunezerwa no gusangira, n'umunsi mukuru wo kohererezanya amafunguro.

### Ishingwa ry'umunsi mukuru «w'Ubufindo»

20Maridoke yandika ibyo bintu, maze inzandiko azohererereza Abayahudi bose batuye mu bihugu byose by'umwami Hashuweru, kuva ku bari hafi kugeza ku bari kure,

21kugira ngo bashinge kandi bahimbaze buri mwaka umunsi wa cumi n'ine n'uwa cumi n'itanu y'ukwezi kwa Adari,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22ari yo minsi Abayahudi baruhutseho abanzi babo: ni ukwezi ibihe byahindutsemo, bashira ubwoba barishima, bava mu kababaro baranezerwa. Ayigira iminsi y'ibitaramo n'ibyishimo, bagahana amafunguro kandi bagafasha abakene.

23Abayahudi biyemeza kugira uruhererekane ibyo batangiye gukora n'ibyo Maridoke yabandikiye:

24ko Hamani mwene Hamudati wo mu muryango wa Agagi, umwanzi w'Abayahudi bose, yari yabagambaniye yitwaje ubufindo , kugira ngo abazanemo imidugararo maze abatsembe;

25ariko bimaze kugera ku mwami Hashuweru, yohereza inzandiko amenyesha ko ubugambanyi bubi Hamani yagiriye Abayahudi buzamugaruka, akamanikwa ku giti, we ubwe n'abahungu be.

26Ni yo mpamvu iyo minsi yiswe «Purimu», ari byo kuvuga «iy'ubufindo». Kubera ingingo zose z'iyo baruwa, n'ibyo babonye byose kuri yo, n'ibyabagwiririye,

27Abayahudi babigize umuhango, barawemera ubwabo, n'abazabakomokaho n'abifatanyije na bo: nta mwaka bazirenza badahimbaje iyo minsi uko ari ibiri bakurikije ibyo ibategeka, kandi bihuje n'amatariki yayo.

28Iyo minsi izahora yibukwa kandi ikurikizwe, uko amasekuruza azahora asimburana, mu miryango yose, no muri buri gihugu no muri buri mugi. Iyo minsi y'ubufindo ntizibagirana aho Abayahudi batuye hose, n'iyibukwa ryayo ntirizagira iherezo.

29Umwamikazi Esitera, umukobwa wa Abihayili, n'Umuyahudi Maridoke bongera kwandika bahamya urwo rwandiko rw'«ubufindo».

30Nuko Abayahudi bose bo mu bihugu ijana na makumyabiri na birindwi bigize ingoma y'umwami Hashuweru, bohererezwa inzandiko zisaba amahoro n'ubudahemuka,

31zinashingana iyo minsi y'ubufindo ku matariki yayo, nk'uko umwamikazi Esitera n'Umuyahudi Maridoke babibashinze; bo n'ababakomokaho babategeka kujya basiba, banatakamba.

32Nuko itegeko rya Esitera rihamya iminsi y'ubufindo, maze byandikwa mu gitabo.

## Esitera 10

### Maridoke atsinda burundu

1Umwami Hashuweru ashyiraho imisoro mu gihugu cye cyose no mu birwa byo mu nyanja.

2Ibikorwa by'ubuhangange n'ubutwari by'umwami, hamwe n'ibyerekeye ikuzo rya Maridoke, umwami yahaye umwanya w'ikirenga, ibyo byose ntibyanditswe se mu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

gitabo cy'amateka y'abami b'Ubumedi n'ab'Ubuperisi?

3Koko uwo Muyahudi Maridoke yari uwa kabiri ku mwami Hashuweru. Naho ku
Bayahudi, bamubonagamo umuntu ukomeye, ukundwa na benshi mu bavandimwe
be, ushakira ibyiza ubwoko bwe, kandi agaharanira amahoro y'umuryango we.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Yobu

## Yobu 1

### Yobu ageragezwa

1 Habayeho umugabo mu gihugu cya Usi, akitwa Yobu; yari umuntu w'inyangamugayo n'umunyamurava, agatinya Imana, kandi akanga ikibi.

2 Yari yarabyaye abahungu barindwi n'abakobwa batatu.

3 Yari atunze umukumbi w'intama ibihumbi birindwi, hamwe n'ingamiya ibihumbi bitatu, ibimasa by'inkone igihumbi, n'indogobe z'amanyagazi magana atanu, hamwe n'abagaragu benshi cyane. Uwo mugabo yarushaga ubukire abaturage bose b'iburasirazuba.

4 Abahungu be bajyaga ibihe mu guteranira mu rugo rw'umwe muri bo, ibirori bikaba byose, kandi bagatumira bashiki babo batatu ngo baze basangire ibiryo n'ibinyobwa.

5 Iyo bamaraga guhetura ingo zabo zose, Yobu yabatumiriraga kubasukura; maze akazinduka mu gitondo, agaturira buri wese igitambo gitwikwa. Koko rero, Yobu yaribwiraga ati «Wenda ahari abahungu banjye baba baracumuye, maze bakavuma Uhoraho mu mutima wabo.» Nguko uko Yobu yabigenzaga buri gihe.

6 Umunsi umwe, abamalayika b'Imana baza gutaramira Uhoraho, Sekibi azana na bo.

7 Uhoraho abaza Sekibi ati «Uturutse he?» Sekibi aramusubiza ati «Mvuye kuzerera isi no kuyitambagira.»

8 Uhoraho abwira Sekibi ati «Ese witegereje umugaragu wanjye Yobu? Nta wundi usa na we ku isi; ni umuntu w'inyangamugayo n'umunyamurava, atinya Imana, kandi yirinda ikibi.»

9 Sekibi asubiza Uhoraho, ati «Ese kugira ngo Yobu atinye Imana, ni ku busa?

10 None se ntiwamuhaye uruzitiro rumurinda, rukazenguruka inzu ye n'ibyo atunze byose? Ibikorwa bye byose wabihaye umugisha, none amatungo ye yuzuye igihugu.

11 Ariko, urambuye ukuboko kwawe, ugatsemba ibyo atunze byose, nta kabuza, azakuvuma urora.»

12 Uhoraho abwira Sekibi, ati «Ndabyemeye, ibye byose ndabikweguriye; gusa we ubwe ntugire icyo umutwara.» Nuko Sekibi arikubura aragenda.

13 Umunsi umwe rero, abahungu n'abakobwa ba Yobu bari bateraniye kwa mukuru wabo, barya kandi banywa,

14 nuko intumwa iza kubwira Yobu iti «Ibimasa byarimo bihinga, n'indogobe zirisha iruhande rwabyo,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15 nuko Abanyesaba barahuruduka barabinyaga, bicisha inkota abagaragu bawe; ncika ku icumu jyenyine, ndahunga nza kubikumenyesha.»

16 Umwanya akibivuga, undi aba ashinze aho, ati «Inkongi y'umuriro w'Imana yamanutse ku ijuru, itwika intama n'abagaragu iratsemba; ni jye jyenyine warokotse, nza kubikumenyesha!»

17 Umwanya akivuga ibyo, undi aba aratungutse, ati «Abakalideyabiciyemo ingamba eshatu, birara mu ngamiya zawe barazinyaga, bicisha abagaragu bawe inkota; ni jye jyenyine warokotse, nza kubikumenyesha!»

18 Igihe akivuga, undi aba ageze aho, ati «Abahungu n'abakobwa bawe bari mu nzu ya mukuru wabo, barya kandi banywa divayi,

19 nuko inkubi y'umuyaga ituruka hakurya y'ubutayu, ihirika inkuta z'inzu zose uko ari enye, na yo irarindimuka ibagwa hejuru barapfa; ni jye jyenyine warokotse, nza kubikumenyesha!»

20 Yobu arahaguruka, ashishimura igishura cye, yikomboza umutwe, arambarara hasi,

21 aramya agira ati «Navuye mu nda ya mama nambaye ubusa, kandi nzasubirayo nambaye ubundi. Uhoraho ni we wampaye, Uhoraho ni we wishubije; nihasingizwe izina ry'Uhoraho!»

22 Muri ayo makuba yose, Yobu ntiyigeze acumura; nta n'ijambo risebya Imana yigeze avuga.

## Yobu 2

1 Nuko undi munsi, abamalayika b'Imana baje kuyitaramira, Sekibi azana na bo kwiyereka Uhoraho.

2 Uhoraho abaza Sekibi, ati «Uturutse he?» Sekibi asubiza Uhoraho ati «Mvuye kuzerera isi no kuyitambagira.»

3 Uhoraho abwira Sekibi, ati «Ese witegereje umugaragu wanjye Yobu? Nta wundi usa na we ku isi; ni umuntu w'inyangamugayo n'umunyamurava, atinya Imana, yirinda ikibi, kandi yatsimbaraye ku bupfura bwe, n'ubwo wamunteranyijeho nta mpamvu ngo mwice.»

4 Sekibi asubiza Uhoraho, ati «Iby'ubu ni mpa nguhe! Ibyo umuntu atunze byose, arabitanga akarengera ubuzima bwe.

5 Nyamara ariko urambuye ukuboko kwawe, ukagira icyo ukora ku magufa ye n'umubiri we, nta kabuza, azakuvuma urora!»

6 Uhoraho abwira Sekibi, ati «Ngaho ndabyemeye, ndamukweguriye, gusa wirinde kumwica.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7Sekibi asiga aho Uhoraho, aragenda, maze aterereza Yobu ibibembe, bimuhindura inyama kuva mu bworo bw'ikirenge kugera ku mutwe.

8Yobu afata urujyo rwo kwishima, maze yicara mu ivu.

9Umugore we aramubwira ati «Ubwo se kandi uzongera gutsimbarara ku bupfura bwawe? Vuma Imana, wipfire!»

10Ariko aramusubiza ati «Uravuga nk'umugore w'igicucu. Ko twakira nk'umugisha ihirwe Imana iduhaye, ni kuki tutakwakira neza ibyago itwoherereza?» Muri ayo makuba yose, umunwa wa Yobu ntiwigera umutera gucumura.

11Incuti eshatu za Yobu zamenye ayo makuba yamugwiririye, buri wese ava mu gihugu cye, bajya inama y'ukuntu bamusanga bakamushyigikira, bakamuhumuriza. Elifazi yari avuye i Temani, Bilidadi avuye Shuwa, naho Sofari aturutse Nahama.

12Bubuye amaso bakiri kure, ntibamumenya; ni ko gutera hejuru bararira, bashishimura ibishura byabo, kandi binyanyagiza umukungugu ku mutwe.

13Nuko baguma aho, bicaye hasi iruhande rwe, bahamara iminsi irindwi n'amajoro arindwi, nta jambo bamubwiye, kuko babonaga umubabaro we ari mwinshi cyane.

## Yobu 3

### IKIGANIRO CYA MBERE

#### Yobu avuma umunsi yavutseho

1Nyuma y'ibyo, Yobu abumbura umunwa, avuma umunsi yavutseho.

2Nuko afata ijambo, agira ati

3«Umunsi navutseho ntukabeho, n'ijoro ryavuzwemo ngo 'Umwana w'umuhungu yasamwe !'

4Uwo munsi uragahinduka umwijima w'igicuku; Imana Nyir'ijuru ntizongere kuwitaho, uzahore ari icuraburindi!

5Uragahindanywa n'umwijima w'igicuku, ibihu biwubudikeho, maze biwukangaranye!

6Iryo joro riragatahwa n'umwijima, kandi ntirikabarirwe mu yandi y'umwaka, ntirizongerwe ku yandi y'amezi!

7Ni koko iryo joro rizahore ari ingumba, kandi ntihazagire impundu zirivugamo.

8Koko abateramwaku barakarivuma, bo batinyuka gukangura cya Leviyatani !

9Inyenyeri zo mu rukerera rwaryo zirakazima, rijye ritegereza ko bucya rihebe, ntirikabone umuseke weya!

10Kuko ritamfungiraniye mu nda ibyara, ngo noye kuzahura n'imibabaro integereje.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11Ni kuki ntavutse ndi igihwereye, cyangwa ngo mbe narahwereye nkibona izuba.

12Ibibero bya mama byankikiriye iki? Amabere ye yanyonkereje iki?

13Ubu none mba nibereye ikuzimu, niryamiye mu mahoro, kandi mba nsinziriye, niruhukira,

14ndi kumwe n'abami n'ibikomangoma, bari bariyubakiye amazu bahambwemo,

15cyangwa hamwe n'abatware bari batunze zahabu, amazu yabo barayahunitsemo feza.

16Ubonye ahubwo iyaba mama yarakuyemo inda, sinigere mbaho nk'abandi bapfa batabonye izuba!

17Ikuzimu, abagome bashira ubukaka, ni ho abananiwe bajya kuruhukira.

18N'abahoze ari imbohe bagira ituze, ntibabe bacyumva ijwi ry'umurinzi.

19Aho hantu, abakuru n'abato barareshya, maze umucakara agasubirana ubwigenge.

20Ni iki gituma Imana ireka imbabare zikavuka, igaha ubugingo ab'umutima wuzuye amaganya;

21bamwe bifuza urupfu bakarubura, bakarushakashaka kurusha umukiro wundi!

22Nuko bakishimira kubona aho bazahambwa, bakanezezwa no kugenerwa imva.

23Umuntu utazi iyo agana kandi akaba yibasiwe n'Imana, kubaho yabiherewe iki?

24Koko rero, mu kigwi cy'umugati, ntunzwe n'amaganya, kandi amarira yanjye atemba nk'umugezi.

25Icyanteraga ubwoba ni cyo kingwirira, icyo nishishaga ni cyo mbona.

26Nta gahenge, nta mahoro nkigira, habe emwe no kuruhuka, mpora ku nkeke.»

## Yobu 4

### Ijambo rya Elifazi

1Elifazi w'i Temani afata ijambo, agira ati

2«Ese uwagira icyo akubwira, wabyihanganira? Ariko se umuntu yamenya aceceka ate!

3Dore, wajyaga uhanura benshi, ugahumuriza abari bagiye kudohoka,

4Inama zawe zakomeje abendaga kwiheba, abacitse intege ukabarema umutima;

5none, igihe utahiwe, unaniwe kwihangana, n'ibikubayeho ubwawe, bigukuye umutima!


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6Kuba wariringiye Imana se ntibikwiye kugukomeza, n'umurava wagize ukagutera amizero?

7Ibuka neza: hari umuziranenge wigeze arimbuka ? Ni hehe wumvise abanyamurava batsiratsizwa?

8Jye nzi ko abahinga ikibi, bakabiba agahinda, ari byo basarura;

9umwuka w'Imana urabarimbura, uburakari bwayo bukabatsemba.

10Ari imitontomo y'intare, n'urusaku rw'ubukare bwayo, ari n'imikaka y'ibyana by'intare, byose birayoyoka.

11Intare yicwa no kubura umuhigo, n'ibyana by'intare y'ingore bikabuyera.

12Nanjye, hariho ijambo nongorewe, ugutwi kwanjye kurarisama.

13Nijoro, nari mu nzozi ziteye ubwoba, igihe abantu bose baba baguye agacuho,

14nuko ubwoba burantaha, mpinda umushyitsi amagufa yanjye yose arakomangana.

15Numvise nishishe, umusatsi unyorosokaho;

16mbona umeze nk'umuntu ampagaze imbere, murebye sinamumenya, ariko ishusho ye inguma mu maso, hashize umwanya numva ijwi rinyongorera riti

17'Umuntu waremewe gupfa yatunganira ate Imana? Yabura inenge ate mu maso y'Iyamuhanze?

18Niba se itizera abagaragu bayo, ndetse n'abamalayika ntibaburemo inkumbi,

19hacura iki ku batuye amazu y'ibyondo, na yo yubatswe ku musenyi? Babahonyora nk'igiheri,

20abariho mu gitondo bahinduka ivu butaranagoroba, bararimbuka bagashira nta n'umenye uko bigenze.

21Bavanwaho, mbese nk'uko bashinguza umuganda w'ihema, nuko bagapfa bazize ubujiji bwabo.'

## Yobu 5

1Cyo hamagara! Hari uri bukwitabe se? Uriyambaza se iyihe mu ntungane ?

2Ni koko umusazi yicwa n'agahinda, naho umupfayongo agashegeshwa n'ipfunwe.

3Jyewe nabonye umusazi afata ikibanza, mperako mvuma inzu ye, nti

4'Abahungu be barakabura umukiro, barenganire ku karubanda, babure kivurira!

5Umusaruro wabo uribwe n'umushonji, umutungo wabo ugotomerwe n'abafite inyota!'

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6Koko rero, icyago ntikivumbuka mu butaka, kandi umuruho ntumera ku butaka,

7ahubwo umuruho uva ku bantu, nk'uko imirabyo ituruka mu birere.

8Iyaba ari jyewe, nakwisunga Imana, ngatakambira Uhoraho.

9Ni we wakoze ibintu byinshi by'agatangaza, kandi bidashobora kubarurwa ngo birangire.

10Akwiza imvura ku isi yose, akanavubura amasoko mu misozi;

11ni we ukuza ab'intamenyekana, n'abamanjiriwe bakaronka umukiro.

12Aburizamo imigambi y'abigize inyaryenge, amaboko yabo akaruhira ubusa.

13Ingirwabahanga azicisha imitego yazo, naho imigambi y'incabiranya ikaba impfabusa;

14bityo bakarindagira mu mwijima, kandi ari ku manywa y'ihangu, bagasa n'abagenda mu ijoro, kandi amanywa ava.

15Uhoraho arinda imfubyi inkota, kandi umukene akamukiza umuhutaza.

16Ni uko umunyantege nke agira icyizere, maze umugome akamanjirwa.

17Hahirwa uwo Uhoraho akosora! kandi ntasuzugure inyigisho ya Nyir'ububasha.

18Koko rero ni we ukomeretsa, kandi ni we womora, arababaza, ariko ibiganza bye birakiza.

19Mu makuba menshi, azagutabara, kandi nugera mu kaga, nta cyago kizaguhungabanya.

20Mu nzara, azakurinda urupfu; ku rugamba, akurinde inkota.

21Uzaca ukubiri n'akanwa kabi ka rubanda, kandi icyorezo nigitera, ntuzagira ubwoba.

22Ntuzakangwa n'icyorezo cyangwa inzara, kandi ntuzatinya inyamaswa zo mu ishyamba.

23Ni koko uzagirana amasezerano n'amabuye yo mu murima, kandi wumvikane n'ibisimba by'agasozi.

24Uzasanga urugo rwawe ruguwe neza, nujya kurusura usange nta cyo rubuze.

25Uzabona urubyaro rwawe rwororoka, n'abagukomokaho bakura nk'ibyatsi byo mu mirima.

26Uzajya gupfa ushyize kera, nk'uko barunda imiba y'ingano zeze.

27Ibyo tukubwiye si inkuru mbarirano, ni ko bigenda! Ahasigaye, bizirikane, ku buryo byakugirira akamaro.»


© 2012, Bible Society of Rwanda.

# Yobu 6

### Yobu asubiza Elifazi

1Yobu afata ijambo , agira ati

2«Iyaba bashoboraga kumva agahinda kanjye, ngo bapimire ku munzani amakuba yanjye,

3basanze arusha uburemere umusenyi wo ku nyanja, ikaba ari na yo mpamvu mvuga amateshwa !

4Koko kandi, imyambi ya Nyirububasha yantebeyemo, n'umutima wanjye wanyoye ubumara bwayo ; uburakari bw'Imana bwankoraniyeho.

5Ese indogobe yahebeba ibona ubwatsi, cyangwa ikimasa kikabira kiri mu rwuri ?

6Ibiryo bibishye se, wabirya nta munyu ? Umweru w'igi se ugira icyanga ?

7Ibiryo nk'ibyo nanze kubyasamira, n'umutima wanjye wazinutswe uwo mugati.

8Icyampa ngo icyo nsabye ngihabwe, maze Imana insubize amizero yanjye !

9Icyampa ngo Imana ibe ari yo injanjagura, inkubite mu cyico inkureho.

10Bityo n'ubwo ndi mu kaga karenze urugero, byibura nashimishwa n'icyo cyizere cy'uko ntihakanye amagambo ya Nyirubutungane.

11Ubu se nsigaranye imbaraga ki ngo mbe nakwiyumanganya; ko ibyanjye birangiye, icyo nkizeye ni iki?

12None se nacuzwe mu mabuye, cyangwa umubiri wanjye ukozwe mu muringa?

13Hari ikindi kindi se nakwishingikirizaho, ko n'icyari kuntera inkunga cyose cyanyitaruye?

14Utagiriye impuhwe mugenzi we, aba yanze kubaha Nyirububasha!

15Abavandimwe banjye barantereranye, babaye nka ya migezi ihimba ari uko imvura yaguye.

16Mu itumba, usanga yuzuye amazi akonje, kubera imvura n'urubura byayujuje,

17ariko icyi cyaza igahita ikama, izuba ryacana, igaherako yuma.

18Ku mpamvu yayo, imbaga z'abagenzi ziteshwa inzira, zikaboneza iy'ubutayu, ziyobagurika.

19Imbaga z'abagenzi b'i Temani zikayishakashaka hose, ab'i Sheba ni yo bashingiyeho amizero.

20Amaherezo, icyizere cyabo kikagwa ku busa, bagera ku nkombe zayo, bagashoberwa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[21]Namwe rero, ubu ni ko mumerewe, mwasanze nteye ubwoba, maze ibikoba birabakuka.

[22]Ese hari ubwo nigeze mbasaba nti 'Nimugire icyo mumpa, mukore mu mutungo wanyu mumfashe,

[23]kandi munkize ukuboko k'umubisha, munandinde abankandamiza'?

[24]Ngaho nimumpanure, ndaceceka, munyereke aho natandukiriye, ngacumura.

[25]Amagambo y'ukuri umuntu yayihanganira; ariko se mwe ibyo munjora, bigamije iki?

[26]Muranshinja se muhereye ku byo navuze, kandi ari imvugo y'uwihebye itwarwa n'umuyaga!

[27]Ndumva mwebwe mwarya n'imfubyi, mukagambanira incuti yanyu!

[28]Ngaho rwose nimundebe, ndabibasabye, imbere yanyu sinabeshya!

[29]Ahasigaye mungarukire, mwoye kundenganya; mungarukire, kuko ntatezutse ku butabera.

[30]Ese hari ikinyoma musanze ku rurimi rwanjye? Umunwa wanjye se, waba utagishobora kuvangura icyago?

## Yobu 7

[1]Hano ku isi, kubaho k'umuntu ni nko kurwana intambara, kandi ubuzima bwe nta ho butaniye n'ubw'umucancuro.

[2]Jyewe rero, nsa n'umucakara wifuza amafu, cyangwa umucancuro uharanira agahembo ke;

[3]incuro yanjye yabaye amezi yo kumanjirwa, amajoro y'ububabare ambera igihembo.

[4]Iyo ndyamye, ndavuga ngo 'Icyampa ngo byuke'; naba mbyutse nti 'Ntibwira nkiriho'; nuko nkiririwa mbunza imitima ntyo umugoroba ugakika.

[5]Umubiri wanjye urajejeta inyo, wuzuye amaga n'imvuvu, uruhu rwanjye ruriyasa rugasuka amashyira.

[6]Iminsi y'ukubaho kwanjye iriruka amasigamana, irazimira ubutagaruka.

[7]Ibuka ko ubugingo bwanjye ari nk'umuyaga, amaso yanjye ntakibonye ihirwe ukundi.

[8]Amaso y'abantu amperutse ubu, n'ayawe azandora, ariko ntakiriho.

[9]Uko ibihu biyoyoka bikagenda, ni na ko umanukiye ikuzimu atahazamuka;


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10ntagaruka mu nzu ye, n'aho yari atuye ntihongera kumubona ukundi.

11Ni yo mpamvu ntashobora guceceka, nzavuga agahinda kanzengereza, namamaze
amaganya anyuzuye umutima.

12Naba se ndi inyanja, cyangwa cya gikoko kiyibamo, ngo undindishe ijoro
n'amanywa?

13Iyo nibwiye nti «Nindyama, ndoroherwa, uburiri bungabanyirize amaganya»,

14wowe unyohererereza inzozi zikantera ubwoba, ibyo mbonye bikankura umutima.

15Yewe icyampa ngo baze bampotore! Kuri jyewe gupfa nkavaho byandutira iyi
mibabaro yose.

16Nduma mpagaze, sinkibayeho, ukundi, have ndeka, ubuzima bwanjye ni akanyuzo!

17Umuntu ni iki kugira ngo umwiteho bigeze aho, ngo uhore umuhanze amaso,

18ngo umusuzume buri gitondo, ngo umugenzure buri kanya?

19Uzampozaho ijisho kugeza ryari? Wampaye nibura agahenge, nkamiraza
amacandwe.

20Mbaye umunyabyaha, byaba bigutwaye iki, wowe, mugenzuzi w'abantu
utarambirwa? Ni iki gituma unyibasira, nk'aho jye naba nkubangamiye?

21Mbese, ntushobora kwihanganira igicumuro cyanjye, ngo icyaha cyanjye
ucyirengeho? Nanone ejobundi nzaba ndyamye ikuzimu, uzanshakashaka ariko
ntakiriho.»

## Yobu 8

### Ijambo rya Bilidadi

1Bilidadi w'i Shuwa afata ijambo, agira ati

2«Uzavuga utyo kugeza ryari, uzahereza he ayo magambo asa n'inkubi y'umuyaga?

3Imana se yakwirengagiza ukuri, cyangwa se yacisha ukubiri n'ubutabera?

4Abana bawe, niba barayigomeye, baryojwe ibyaha bakoze.

5Naho wowe, isunge Imana; ujye utakambira Nyir'ububasha!

6Niba uri intungane ukaba n'umunyamurava, guhera ubu azakwitaho, agusubize
ibiberanye n'ubutungane bwawe;

7uko uzaba umeze, bizaba bisumbye kure uko wari uri mbere.

8Jya usobanuza abakuruta, kandi wite ku nama z'abasogokuru.

9Twebwe turi abana b'ejo, nta cyo tuzi, kandi hano ku isi ubuzima bwacu ni


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

akanyuzo!

10Naho bo, muzaganira bakwigishe, bagutoze iyi migani ibitse mu mutima wabo:

11Urufunzo se rushobora kumera ahatari igishanga? Urukangaga rwamera ahatareka amazi?

12Iyo bikiri ingemwe kandi nta we ubitemye, binamba mbere y'ibindi byatsi byose.

13Ayo ni yo maherezo y'uwibagirwa Imana, kandi ni uko amizero y'uyigomera ayoyoka.

14Aba ameze nk'uwishingikirije ku kadodo, agasa nk'utuye mu cyari cy'igitagangurirwa.

15Iyo yegamiye inzu ye, irahirima, yakomeza kuyishingikirizaho, igasenyuka.

16Ameze nk'igiti kiyagirana ku zuba, ugasanga cyuzuyeho imimero,

17kigashora imizi mu rutare, ndetse no mu mabuye rwagati.

18Ariko iyo bakiranduye, ubutaka bwacyo buracyihakana buti 'Sinigeze nkubona!'

19Ngicyo kirambaraye ku nzira kiriho kirabora, naho mu kibanza cyacyo haramera ibindi biti.

20Oya, Imana ntiyamagana umunyakuri, kandi ntishyigikira inkozi z'ibibi.

21Umunwa wawe izongera iwuzuze ibitwenge, umutima wawe unezerwe.

22Abanzi bawe bazakorwa n'isoni, kandi ihema ry'abagome rizasenyuka.»

## Yobu 9

### Yobu asubiza Bilidadi

1Yobu afata ijambo , agira ati

2«Nzi neza ko ari uko bigenda, none se umuntu yatsinda Imana ate?

3Iyo ashatse kujya impaka na yo, n'iyo yavuga kangahe, yo nta na rimwe imusubiza.

4Mu banyabuhanga buhanitse no mu banyembaraga b'indahangarwa, ni nde wigeze kuyihangara, hanyuma akayihonoka?

5Ni yo yimura imisozi mu ibanga, yarakara, ikayibirindura.

6Ni yo iteza isi umutingito, iyo ijegajeza inkingi zayo.

7Ni yo itegeka izuba, ntirirase, ikabuza n'inyenyeri kumurika.

8Ni yo yonyine yahanze ikirere cy'ijuru, igatambagira hejuru y'inyanja.

9Ni yo yahanze inyenyeri, izishyira ahazigenewe, maze izita amazina yazo.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Ni yo yaremye ibintu bikomeye, tudashobora gusobanukirwa, irema n'ibindi bitangaje kandi bitabarika.

11Iyo ihise iruhande rwanjye, sinyibona, n'iyo inyitseseho, simbyumva.

12Iramutse inyaze ikintu, ni nde wayikoma, maze ngo agire ati 'Urakora ibiki?'

13Imana iyo yarakaye ntiyururwa, n'ibyegera bya Rahabu byubamye imbere yayo.

14Jyewe se nashobora nte kwihandagaza ngo ndaburana, ngo ndashaka ingingo zayitsinda.

15Jyewe, n'iyo naba mvuga ukuri, bimariye iki kwiregura; kandi ari yo Mucamanza wanjye, nkwiye gutakambira?

16N'iyo nayihamagara ikaza, si byo byanyemeza ko yakumva ijwi ryanjye.

17Koko, Nyir'ububasha arankandamiza ku busa, akarushaho kundema inguma nta mpamvu;

18ntarushya andeka ngo mpumeke, ahubwo ahora anyuzuzamo indurwe y'umubabaro!

19Twapima imbaraga se? We arazinsumbya kure! Namurega mu rukiko se? Ni nde wamuhatira kwitaba?

20Nketse ko ndi mu kuri, umunwa we wancira urubanza, nivuzeho ubunyamurava, yampindura umugome!

21Kuba umunyamurava byo, nanjye simbyiyiziho, kuko nsigaye narihaze!

22Kuri jyewe byose ni kimwe, ni yo mpamvu mvuga nti 'Atsemba umunyamurava n'umunyabyaha.'

23Iyo icyorezo cyagaritse ingogo, usanga ashungera abere bari mu kaga.

24Iyo igihugu gitegekwa n'umunyarugomo, apfukirana abacamanza bacyo; ubwo niba atari we ubitera, yaba nde wundi?

25Nyamara, iminsi y'ubuzima bwanjye iriruka amasigamana, irahunga itareba amahirwe;

26iranyerera nk'ubwato bwogoga inyanja, cyangwa kagoma iguye gitumo agakoko.

27Iyo ngize nti 'Reka niyibagize amaganya yanjye, nizihirwe kandi mwenyure',

28ubwo icyoba kirantaha, nibutse amagorwa yanjye, kuko mba nzi ko atari uko ugenzereza intungane.

29Nzi ko nimburana, nzatsindwa, none se ubwo naba niruhiriza iki?

30N'iyo nakwiyuhagiza amazi yo ku iteke, nkisukura n'isabune nziza,


© 2012, Bible Society of Rwanda.

31wakongera ukanzika mu musitwe, n'imyambaro yanjye ikanyinuka.

32Koko, we si umuntu nkanjye ngo mbe namusubiza, cyangwa se ngo tujye kuburana
mu rukiko.

33Nta n'uri hagati yacu ngo atwumvire urubanza, maze ngo twembi adushyireho
ikiganza,

34kugira ngo andinde ubukana bwe, n'urugomo rwe runtera ubwoba!

35Ibyo ari byo byose, nzavuga ntamutinye, kuko, uko ankeka, atari ko ndi.

## Yobu 10

1Ubwo nazinutswe ubuzima bwanjye, nimundeke, nta kimbuza kwiganyira, ngo
mvuge ishavu rishengura umutima.

2Nzabwira Nyir'ububasha nti 'Wincira urubanza, ahubwo mbwira icyaha unshinja.

3Ese ushimishwa no kunkandamiza, cyangwa kwandavuza ikiremwa cyawe,
ukanezezwa n'imigambi y'abagome?

4Waba se ufite amaso nk'ayacu, byatuma ureba nk'uko abantu bareba?

5Ese ubuzima bwawe bwaba ari nk'ubw'abagenewe gupfa, cyangwa se imyaka yawe
yaba ihita nk'iminsi yabo,

6ku buryo wakurikirana ibyaha byanjye, ukabaririza hose amakosa yanjye?

7Nyamara uzi neza ko nta gicumuro kindangwaho, kandi nta n'ushobora kunkura mu
maboko yawe!

8Ibiganza byawe ni byo byandemye, none se washimishwa no kunkuraho!

9Wibuke ko wandemye unkura mu gitaka, kandi ko uzakinsubizamo.

10Wambuganije mu nda ya mama nk'uko babuganiza amata, umbumbabumbiramo
nk'uko babumba isoro ry'amavuta.

11Wanyambitse umubiri n'inyama, kandi unsobekamo amagufa n'imitsi.

12Wampaye ubuzima urantonesha, kandi kubera ineza yawe, urinda ubugingo
bwanjye.

13Nyamara, icyo wari wahishe mu mutima wawe, ubu urakingaragarije; menye neza
ko ari cyo wari ugambiriye!

14Iyo ncumuye uba undeba, kandi nta kosa ryanjye rigusoba.

15Naba rero nacumuye, ubwo akanjye kakaba kageze! Cyangwa se naba ndi umwere,
na bwo sinubure umutwe; none nuzuyemo ikimwaro n'agahinda.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16Iyo ngize ngo ndashingashinga, urampiga nk'intare, maze si ukunyigambaho, ukivayo.

17Uhora ushaka uko wantera, uburakari umfitiye bukiyongera, maze ingabo zawe z'inkwakuzi ukazinterereza.

18Ni kuki watumye mvuka? Ubu simba narapfuye, nta wigeze ambona?

19Mba narabaye nk'utigeze abaho, nkava mu nda bahita bahamba.

20Ese iminsi y'ukubaho kwanjye ntibaze! Ba unyihoreye gato, maze nyuzemo mpumeke,

21mbere yo kugenda ubutazagaruka, mboneje mu gihugu cy'umwijima w'igicuku,

22igihugu cy'umwanda n'akajagari, aho n'amanywa ubwayo ari umwijima musa.»

## Yobu 11

### Ijambo rya Sofari

1Sofari w'i Nahama afata ijambo, agira ati

2«Harya ngo imvuzi ya cyane ntivuguruzwa! None se gusukiranya amagambo ni ko kuvuga ukuri?

3Amahomvu yawe se azacecekesha abandi, ukomeze kurocangwa nta we ukuvuguruza?

4Waravuze ngo 'Ndi indakemwa, n'imyifatire yanjye iraboneye mu maso y'Imana.'

5Nyamara Nyir'ububasha ashatse kubumbura umunwa, akagusubiza akweruriye;

6aramutse aguhishuriye amabanga y'ubuhanga bwe, butambutse kure icyitwa ubumenyi cyose, ni ho wamenya ko akuryoje icyaha cyawe.

7Ese wibwira ko washobora gucengera amabanga y'Imana, ku buryo wakumva ubwiza bwa Nyir'ububasha?

8Ko uzasanga busumba kure ijuru, uzabigenza ute? Ko bujya kure y'ikuzimu, uzabumenya ute?

9Busumba isi mu burebure, bukarusha inyanja ubugari!

10Igize uwo icakira, ikamufunga, ni nde wayibuza kumucira urubanza?

11Koko rero, yo izi abantu b'abanyabinyoma; ibona icyaha, ikacyitegereza.

12Ab'ibicucu bakurizaho kwitonda, n'indogobe y'igihubutsi, igacisha make.

13Wowe rero, nukomeza umutima wawe kuri Nyir'ububasha, ukarambura amaboko uyamwerekejeho,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14nurinda ibiganza byawe gukora nabi, kandi ntube icyitso cy'abagome,

15ni bwo uzaba umuziranenge, ukagira umutima ukomeye, utagira ikiwukanga.

16Koko rero, ntuzongera kwibuka umuruho wawe, uzawibagirwa nk'amazi
yatembye kera.

17Ubuzima bwawe buzarabagirana kurusha umucyo w'amanywa, ahari mu gicuku,
hakubere nko mu gitondo.

18Icyizere cyawe kizatuma utuza, uzasinzira umudendezo, kuko uhagarikiwe.

19Uziruhukira nta we ugusagarira, rubanda benshi bamaranire kugutonaho.

20Naho abagiranabi bo, bazumirwa, babure ubuhungiro, amizero bazasigarana, abe
ayo gupfa.»

## Yobu 12

### Yobu asubiza Sofari

1Yobu afata ijambo , agira ati

2«Mu by'ukuri, ni mwebwe muhagarariye rubanda, kandi nimupfa, ubuhanga
bwanyu muzajyana!

3Nanjye mfite ubwenge, nta bwo mubundusha; none se muribwira ko ibyo hari
utabizi?

4Iyo umuntu yiyambaje Imana ngo imwumve, incuti ze zimuhindura urw'amenyo;
uw'intungane n'inyangamugayo, ni we basigaye baseka.

5Abagwiririwe n'ibyago, ibyo ni akazi kabo — nguko uko abagashize bavuga — niba
adandabiranye ni ukumuhirikisha umugeri.

6Nyamara ariko, abajura bafite amahoro mu mahema yabo, abashavuza Imana bari
mu ituze, imana biringiye ni imbaraga zabo.

7Ngaho, uzibarize inyamaswa, zizakumenyeshe, n'inyoni zo mu kirere
zizagusobanurire,

8ibikurura inda hasi bizakwigishe, n'amafi yo mu nyanja azakurondorere.

9Muri izo nyamaswa zose, nta n'imwe itazi ko Nyir'ububasha ari we wahanze byose.

10Ni we uhagaritse ikinyabuzima cyose, akabumbatira ubugingo bw'abantu!

11Ese amagambo si yo anogera ugutwi, naho ibiryo bikaryohera akanwa?

12Ubwenge bubarizwa mu basheshe akanguhe, kandi abasaza ni bo bamenya
gushyira mu gaciro.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Ariko we, ni Nyir'ubuhanga n'ububasha, ni we mujyanama w'ukuri, agashyira mu
gaciro koko!

14Icyo ashenye, nta we ugisana, uwo akingiranye, nta we umukingurira,

15iyo agomeye amazi, amapfa aratera, yayagomorora, agakundura ubutaka.

16Ni we Nyir'imbaraga n'ubwitonzi, ahashya inkozi z'ibibi n'abazibyoheje.

17Arindagiza abajyanama, abacamanza akabateza ibisazi;

18abohora ingoyi z'abami, akaba ari bo ata muri yombi.

19Abaherezabitambo abahindura abatindi, ibikomerezwa akabihanantura ku ngoma.

20Ab'intyoza abagira ibiragi, abasaza akabambura ubushishozi;

21asuzuguza ibikomangoma, abakomeye akabagira ibigwari.

22Umwijima awuzikura mu kuzimu, icuraburindi rigatangaza umwezi.

23Ni we werereza amahanga, kandi akayoreka. Ni we uha abantu kororoka, kandi
akabatsemba.

24Abatware b'igihugu abahindura ibihungetwe, bakabungagira mu bigunda,

25bakarindagira mu mwijima, nta rumuri, bakagenda bagwira inzira nk'abasinzi.

## Yobu 13

1Ni koko, ibyo byose narabyiboneye n'amaso yanjye, amatwi yanjye arabyumva,
arabisobanukirwa.

2Ibyo muzi, nanjye ndabizi, ndi umuntu nkamwe, ntimunduta!

3Ariko jyewe Imana ni yo mbwira, Nyir'ububasha ni we nshaka ko ansobanurira.

4Naho mwebwe, muri abanyamahomvu gusa, muri abavuzi ba magendu, mwese uko
mungana!

5Ni kuki muticecekera? Ni byo byakwerekana ko muzi ubwenge.

6Nimwumve uko niregura, mutege amatwi ibyo mvuga.

7Uhoraho se ni we wabohereje kuvuga amahomvu, ni we se wabatumye kumbwira
ibinyoma?

8Ni we se muvuganira, ni we se muburanira?

9Mbese none yaba abarora mu mutima? Muribwira ko mwamubeshya nk'uko
bashuka umuntu?

10Nta shiti azabahana, niba mugamije kubera.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11Nyir'icyubahiro ntimumukangwa, ese nta n'ubwo ajya abatera ubwoba?

12Impanuro zanyu ni nk'ivu, n'ibisubizo mumpa nta shingiro bifite.

13Nimuceceke, mundeke mvuge, maze igishaka kizabe!

14Jyewe naritanze, nahaze amagara, ubuzima bwanjye ndabuhebye.

15Nashaka anyice, n'ubundi ni rwo nari ndindiriye, cyakora ndashaka kwisobanura imbere ye,

16ndetse nyine ngibyo ibintera kwizera ko azankiza, kuko nta nkozi y'ibibi n'imwe itinyuka kumutunguka imbere.

17Nimwumve, nimutege amatwi amagambo yanjye, kandi mwite ku byo mbatangariza.

18Dore niteguye kuburana, kandi nzi ko mfite ukuri.

19Ese hari uwatinyuka kunshinja, ngo nicecekere maze mpfe?

20Uzandinde ibintu bibiri gusa, maze noye kuzihisha mu maso yawe:

21Uzareke kunzibiranya, no kuntera ubwoba,

22hanyuma ubanze uvuge ngusubize, cyangwa se umpe ijambo mbanze, nawe unsubize.

23Ese mfite ibyaha n'ibicumuro bingahe? Nsobanurira ishyano nakoze, umbwire icyaha cyanjye.

24Ni kuki unyihisha, ukangenzereza nk'umwanzi wawe?

25Urashaka se gukanga akababi gatwawe n'umuyaga, no kwibasira akatsi kumye?

26Ubwo rero wirirwe unyandikaho ibirego bikaze, unshinje ibyaha byo mu buto bwanjye,

27unshandikire imitego impande zose, ungenzure aho nyuze hose, uronde aho nakandagiye hose!

28None umubiri wanjye ushaje nk'igiti cyamunzwe, umeze nk'umwenda wariwe n'umuswa.

## Yobu 14

1Umuntu wabyawe n'umugore abaho igihe gito kandi na cyo cyuzuyemo imiruho.

2Ameze nk'ururabo, rurabya hanyuma rukuma; cyangwa igihu gihita nyuma kikayoyoka.

3None uwo ni we uhozaho ijisho, ni we ushinja mu rukiko!


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Ikintu kibi se ni nde wakibyaza icyiza? Arakajya!

5Ubwo rero iminsi ye ibaze, ukaba uzi amezi azamara ariho, kandi waramugeneye igihe ntarengwa,

6mukureho amaso umwihorere, yirwanire n'iminsi nk'umucancuro.

7Koko rero, igiti nticyakwiheba, kuko n'iyo bagitemye, cyongera kigatoha, kigashibukaho imimero.

8Iyo imizi yacyo yasaziye mu butaka, igihimba cyacyo kikarengwaho n'igitaka,

9gipfa gusa kwikanga amazi, maze kigatoha, kigashamika nk'urugemwe.

10Umuntu we ariko, arapfa, akagagara; iyo apfuye se, hari ikiba gisigaye?

11Nk'uko amazi ashira mu nyanja, inzuzi zikuma zigakama,

12ni na ko umuntu aryama ntabyuke; n'ijuru ubwaryo rizarinda rizimira, we atarakanguka, ngo ashiguke muri ibyo bitotsi.

13Ndakwinginze, ba umpishe mu nyenga, nikingeyo kugeza igihe umujinya wawe uzashirira. Iyaba wari umbwiye ko hari igihe uzanyibuka,

14— ariko se, iyo umuntu yapfuye, yakongera kubaho? — nzihangana mu minsi nkiri ku gihe, kugeza ubwo hazaza unkura.

15Icyo gihe wampamagara, nkakwitaba, wenda waba ushaka kureba ikiremwa cyawe.

16Aho kuba nk'ubu ungenza aho nyuze hose, waba utakitaye ku byaha byanjye

17ibicumuro byanjye wabyirengagiza, ukampindura umwere.

18Ndishunga ariko: nk'uko umusozi ushyira ukariduka, n'urutare rukimuka,

19nk'uko amazi avungura amabuye, ubutaka bugatwarwa n'isuri, ni na ko upfobya amizero y'umuntu!

20Koko uramukindura, akagenda burundu; ukamwandavuza, ahasigaye ukamwohera.

21Abana be baratengamara, ntabimenye, basuzugurwa, ntababone;

22aba yibabarijwe n'umubiri we, hamwe n'umutima we uri mu gahinda.»

## Yobu 15

### IKIGANIRO CYA KABIRI

#### Irindi jambo rya Elifazi

1Elifazi w'i Temani afata ijambo, agira ati

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2«Umuntu uzi ubwenge yasubizanya amahomvu ate, yavuga ate amagambo atagira ishingiro?

3Yaburanisha amagambo y'amanjwe, cyangwa imvugo itagira icyo imaze?

4Wowe ariko urakabya, utambamira iyobokamana, ubuzanya ibyo kuyizirikana.

5Ubucumuzi bwawe ni bwo bugutera kuvuga utyo, ukiha kuvuga nk'inkozi z'ibibi.

6Ntumpfane, urashinjwa n'umunwa wawe, akarimi kawe ni ko kakurega.

7Waba se ari wowe wavutse mbere y'abantu bose, ugatanga imisozi yose kubaho.

8Waba se waremerewe mu nama nkuru y'Imana kugira ngo ube warikubiye ubuhanga bwose?

9Icyo uzi, twe tutazi ni iki? Icyo usobanukiwe twe kitwihishe ni iki?

10Iwacu na ho, hari abasheshe akanguhe b'inararibonye, ndetse baruta so mu myaka.

11Ese waba usuzugura ihumure ry'Imana, n'amagambo meza tukubwira?

12Ni kuki uzengana uburakari bwinshi, ugahumbaguza n'amaso?

13Ni kuki utura Imana umujinya wawe, kandi ugasukiranya amagambo aterekeranye?

14Ugenewe gupfa yashobora ate kuba umwere; uwabyawe n'umugore se, yaba intungane ate?

15Ndetse n'abo Imana yatonesheje nta bwo ijya ibizera, n'ikirere ubwacyo ibona kitabuze inenge,

16nkanswe cya kiremwa cyandavuye, kinateye ishozi, ari cyo muntu, ugotomera icyaha nk'amazi!

17Ntega amatwi, ngiye kukwigisha, ibyo nabonye, ngiye kubigutekerereza;

18nkubwire ibyo abanyabuhanga bazi, ntibabihishe, kandi bakabikomora ku basekuru babo.

19Ni bo bonyine bari barahawe igihugu, kandi nta munyamahanga wabivanzemo.

20Umugiranabi arahangayika igihe cyose akiriho, kandi imyaka y'umugome irabaze,

21induru igira itya ikamumena amatwi, umwanzi akamugwa gitumo, kandi amahoro ari yose.

22Ntajya yizera ko ibyago byamucaho, kuko asa n'uwagabijwe inkota,

23akamera nk'uzaribwa n'inkongoro. Azi neza ko yavukiye gusenyuka. Iyo umunsi w'amakuba ugeze, arahangayika;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

24umubabaro n'ubwoba bikamutahirana, uboshye umwami wenda kugaba igitero.

25Koko rero, aba yarwanije Imana, agashaka kwirata kuri Nyir'ububasha!

26Yamwiyahuragaho, areze ijosi, yikingiye ingabo nini y'isuri.

27Mbega ibinure yari amaze gutekera mu maso, n'ukuntu ibyaziha bye byavunwaga n'ibicece!

28Yari atuye mu migi yasenyutse, aba mu mazu beneyo bataye, kuko yari hafi kurunduka.

29Nta bwo azakira, n'umutungo we ntuzaramba, ndetse na we ubwe ntazatinda ku isi.

30Nta ho azahungira umwijima, indimi z'umuriro zizatwika urubyaro rwe, ibye byose bitwarwe n'umuyaga.

31Niyiringira ikinyoma, azarindagira, kuko igihembo cye ari ukuzakorwa n'isoni.

32Amababi ye azagwengera imbura gihe, amashami ye ye kuzashibuka ukundi.

33Imbuto ze zizahubuka ziteze nk'iz'umuzabibu, ururabo rwe ruhunguke nk'urw'umutini.

34Ni ko bigenda, inyoko y'abanyabyaha iragumbaha! Kandi umuriro uzayogoza amahema y'inkozi z'ibibi.

35Umuntu wasamye ikibi, azabyara ishyano, kandi icyo ahatse, kizavemo ubusa.»

## Yobu 16

### Yobu asubiza Elifazi

1Yobu afata ijambo , agira ati

2«Amagambo nk'ayo nayumvise kenshi, mwese murantera agahinda aho kumpoza!

3Muravuga ngo 'Amahomvu yawe azashira ryari?' cyangwa ngo 'Ni iki kiguteye gushyanukira gusubiza?'

4Nanjye mba mvuga nkamwe, iyo muba mu kaga ndimo; nabahimbiraho amagambo, nkabannyega,

5nkabatera inkunga y'akarimi gusa, amagambo meza akabahoza akababaro.

6Ariko kuvuga, si byo binkiza ububabare, guceceka na byo, ntibinyorohereza.

7Noneho Imana ingejeje kure kubi, ibitero byayo birankuranwaho.

8Yanyibasiye, iranshinja nabi, n'ukunanuka kwanjye kurabigaragaza.

9Umujinya wayo urandya, uranyikomye, ari na ko impekenyera amenyo; umwanzi


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

wanjye arampigisha ijisho.

10Baranyanjamye, baransebya, bakankubita inshyi, bose bahagurukiye kundwanya.

11Koko Imana yantegeje abagizi ba nabi, inta mu maboko y'abagome.

12Nari nibereye mu mahoro, iranturumbanya, imfata ku gakanu, inkubita hasi; impindura imashiro ryayo.

13Iranyuza imyambi impande zose, impinguranya impyiko itambabariye, indurwe yanjye iyisesa hasi.

14Iransumira nk'umurwanyi, ingwizaho inguma zayo.

15Niboheraho ikigunira, nkurunga uruhanga rwanjye mu mukungugu,

16amaso yanjye yatukujwe no kurira, none ibigohe byanjye byuzuyeho ibihu.

17Nyamara ariko nta nabi indangwaho, n'isengesho ryanjye ni iry'umwere!

18Wa si we, wipfukirana amaraso yanjye, hatagira ikintangirira induru!

19Kuva ubu, uwo nzatangaho umugabo ari mu ijuru, uzanyishingira ari hejuru hariya.

20Icyampa ngo induru yanjye igere ku Mana, mu gihe amarira yanjye yisesa imbere yayo.

21Iyaba yashoboraga gukemura urubanza umuntu afitanye na yo, nk'uko ikemura urw'umuntu na mugenzi we!

22Koko rero imyaka nshigaje kubaho irabaze, none ngiye kuzimira ubutazagaruka.

## Yobu 17

1Umwuka urenda kunshiramo, ndarembye, ndi uwo guhambwa!

2None se sinahindutse urw'amenyo, kandi ubugome bwabo si bwo bumbuza gusinzira?

3Mana yanjye, unyiteho! Ni nde wundi wakwemera kunyishingira?

4Koko rero, umutima wabo wawunyujije ukubiri n'ubwenge, ni yo mpamvu utazatuma bigamba.

5Bameze nk'umuntu ugabiza ibye rubanda, kandi abana be bamuhanze amaso.

6Wampinduye iciro ry'imigani, none nabaye uwo bavunderezaho amacandwe;

7amaso yanjye yishwe n'agahinda, n'ingingo zanjye zose zaragagaye.

8Abanyamurava byabateye ubwoba, uw'intungane arakarira umugiranabi,

9kandi umunyakuri akomeza inzira ye, maze uw'umwere arushaho gukaza umurego.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Ngaho rero mwese nimuhaguruke munshinje; nyamara nta munyabwenge n'umwe mbasangamo!

11Ubuzima bwanjye n'imigambi yanjye, byose byabaye impfabusa, n'igihe kiranshirana.

12Ijoro bo baryita umunsi, bwakwira bati 'Burakeye.'

13Icyo ndindiriye ni iki? Inyenga yatashye iwanjye, uburiri bwanjye buri mu mwijima;

14imva nsigaye nyita 'data', naho inyo nkazita 'mama' na mushiki wanjye!'

15Icyizere nari mfite kiri he? Ya mahirwe nahoranye ni nde ukiyabona?

16Ese ibyo nzamanukana na byo tujyane ikuzimu, maze tuzimirire hamwe mu butaka?»

## Yobu 18

### Irindi jambo rya Bilidadi

1Bilidadi w'i Shuwa afata ijambo, agira ati

2«Muzizimba mu magambo mugeze ryari? Mwitonde mutekereze, hanyuma tuganire.

3Ni kuki waduhindura ibiburabwenge, mbese urabona turi ibicucu?

4Dore wowe urasebwa n'umujinya, urakeka se ko biri buhindure igihugu itongo, cyangwa ko biri bwimure amabuye aho ari?

5Ni koko, urumuri rw'umugome rurazima, n'ibishashi by'umuriro we bikayoyoka,

6urumuri rwo mu nzu ye rurakendera, n'itara rye rikamuzimiraho.

7Intambwe yateraga akataje, azazihina, n'imigambi yigiraga izabe ari yo imuroha.

8Koko rero, ni we wishora mu mutego, atambagira hejuru yawo.

9Umushibuka umufata akaguru, ipfundo rikaba ngiri ryikoze,

10umugozi wihishe mu butaka uba umutegereje, umutego uri bumufate uri mu nzira ye.

11Ubwoba bukamutangatanga impande zose, bukamusatira buhoro buhoro;

12imbaraga ze zigashonga, maze ubutindi bukamwugariza.

13Indwara ikamukemba uruhu, intumwa y'urupfu ikamuguguna ingingo zose.

14Bakamuturumbura mu ituze ry'ihema rye, bakamujyana ku Mutegetsi uteye ubwoba.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Ihema rishobora kongera guturwa, n'inzu ye bayikuyeho imiziro.

16Imizi ye yanambiye mu butaka, naho amashami ye yumira hejuru;

17yaribagiranye mu gihugu cyose, ahantu hose, izina rye ryarasibanganye.

18Bamukuye mu rumuri bamuhirikira mu mwijima, maze acibwa ku isi.

19Nta ba sekuru, nta n'abuzukuru agira mu muryango we, n'aho aba, nta muntu uharangwa;

20amakuba ye yatangaje ab'iburasirazuba, naho ab'iburengero bwaryo barumirwa.

21Ni koko, ayo ni yo maherezo y'inzu y'abanyabyaha, uwo ni wo mwanya wahariwe abatazi Imana.»

## Yobu 19

### Yobu asubiza Bilidadi

1Yobu afata ijambo , agira ati

2«Muzahereza he kunshengura umutima, munsukiranyaho ayo magambo yanyu?

3Dore bubaye ubwa cumi munsagarira, mukankoza hirya no hino nta cyo mwishisha.

4Kandi rero niba naranayobye, ibyo ni jye jyenyine bireba.

5Mu by'ukuri, niba munyigambaho, kandi mukanshinja ibyo nzira,

6mumenye ko Nyir'ububasha ari we wandenganyije amfatira mu mutego we.

7Ndataka ko ndengana, ntihagire unyumva, natabaza, nkabura undenganura!

8Inzira yanjye yarayizitiye, sinshobora guhita, aho nyura yahashyize umwijima;

9anyambura ikuzo ryanjye, ancuza ikamba ryari rindi ku mutwe;

10yambujije epfo na ruguru, ndabyina mvamo, amizero yanjye yayagushije hasi nk'igiti batsinze;

11uburakari bwe bwangurumaniyeho, angenzereza nk'umwanzi we;

12ingabo ze zantereye icyarimwe, zishakira inzira iziyobora iwanjye, maze zishinga ingando ahakikije ihema ryanjye.

13Abavandimwe banjye barampunze, n'incuti zanjye ziranterera.

14Abaturanyi n'abo twari tuziranye, barigendeye, ntibakinyibuka.

15Ari abashyitsi baba mu rugo iwanjye, ari abaja banjye, bose bamfata nk'umuvantara; usanga mbateye imbogamizi.

16Iyo mpamagaye umugaragu wanjye, ntiyitaba, n'aho nahatiriza nkamwinginga;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17umwuka wanjye utera umugore wanjye ishozi, none n'urubyaro rwanjye rusigaye
runyinuka.

18Dore n'abana bato basigaye bansuzugura, naba ngize ngo ndavuga, bakiha
inkwenene;

19inkoramutima zanjye zose ziranyitaza, n'abo nakundaga, ubu barampindutse.

20Amagufa yanjye yumanye n'uruhu, nsigaye ngenda nshinyitse amenyo.

21Mwebwe ab'incuti zanjye, ndabatakambiye, nimumbabarire, dore Nyir'ububasha
yaranshegeshe!

22Ni kuki munyibasiye nk'Imana? Ese ntimuzageza aho mumpa agahenge?

23Icyampa ngo amagambo yanjye azandikwe, bayashyire ku rubaho rw'umuringa,

24bakoreshe ikaramu y'icyuma, maze bayasharage ku rutare ubutazasibangana!

25Jyewe nzi ko umuvugizi wanjye ariho, amaherezo azatunguka ku isi, aze
andengere;

26namara kunkangura, azampagarika iruhande rwe , maze mbonere Imana mu
mubiri wanjye.

27Koko ni jyewe ubwanjye uzayirebera, nzayibonesha amaso yanjye bwite, atari
ay'undi; ngiyo inyota inyuzuye umutima.

28Iyo mwibwira muti 'Tuzamuturuka he, tuzakura he icyo tumushinja mu rubanza?'

29mujye mutinya ko namwe inkota yabagwira, kuko uburakari buzibasira abagome,
maze mukamenyereho ko urubanza ruzababaho.»

## Yobu 20

### Irindi jambo rya Sofari

1Sofari w'i Nahama afata ijambo, agira ati

2«Ni koko, ibitekerezo byanjye birashyugumbwa kugusubiza, ku buryo ntagishoboye
kwihangana.

3Numvise inyigisho zawe zintuka, none ubwenge bwanjye bunyunguye icyo
ngusubiza.

4Aho uzi neza ko kuva kera na kare, kuva umuntu yaremwa ku isi,

5umunezero w'abagome utamara kabiri, kandi ibyishimo by'abagomeramana
ntibimare igihe.

6N'iyo yaba areshya n'aho bwakereye, umutwe we ugakora ku ijuru,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7ntazabura kuzimira burundu nka baringa; abamubonaga bagire bati 'Arigitiye he?'

8Azayoyoka nk'inzozi zidafatika, azimire nk'ibyo umuntu arota nijoro;

9ijisho ryamubonaga, ntirizamurabukwa ukundi, n'ahantu yabaga ntihazaba hakimumenya.

10Abana be bazatanga indishyi z'abakene, bazishyure bazikura mu mutungo we.

11Amagufa ye yarangwaga n'imbaraga za gisore, none aryamanye na we mu gitaka.

12Akanwa ke kari karyohewe n'icyaha, akagihisha mu nsi y'ururimi rwe,

13akagitsimbararaho ntakireke, agakomeza kukijundika mu matama ye,

14nyamara bene iyo ndyo igaga ikigera mu nda, igahinduka indurwe y'uburozi ikimugeramo!

15Umutungo w'abandi yamiraguye, agomba kuwuruka, Imana ni yo iwuryoza inda ye.

16Yanyunyuje ubumara bw'inzoka, none reka yicwe n'ururimi rw'impiri!

17Ntakibona ya migezi y'amavuta, n'inzuzi z'ubuki n'ikivuguto.

18Inyungu ye asigaye ayitanga aho kuyimira, ntakishimira ibyo yiyuhiye akuya.

19Koko rero, yatoteje abakene arabatsikamira, asahura inzu atubatse;

20ntiyigeze ashira ipfa, bityo nta cyo azaramura mu byo atunze,

21kandi nta muntu n'umwe atambuye. Ni yo mpamvu umunezero we utazaramba,

22azatunga byinshi ariko ahangayike, ibyago byose bizamugwira.

23Kandi, n'ubwo yujuje inda ye, Imana izamuterereza uburakari bwayo, bumusabagire mu mubiri nk'ibiryo.

24Nanizibukira inkota y'icyuma, umuheto ucuze mu muringa uzamuhinguranya;

25umwambi uzamutunguka mu bitugu, undi uhinguke mu mara, wahindutse urugina, maze amakuba yose amuteranireho.

26Umwijima w'icuraburindi uramutegereje, umuriro w'inkonkobotsi uzamuyogoza, ukongeze n'ibyari bisigaye mu ihema rye.

27Ijuru ryashyize ahagaragara icyaha cye, n'isi yahagurukiye kumurwanya.

28Icyorezo kizatsemba inzu ye, aterwe n'umwuzure ku munsi w'uburakari bw'umutegereje.

29Urwo ni rwo ruhare Imana igenera umugome, ni wo mugabane imuteganyiriza.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Yobu 21

### Yobu asubiza Sofari

1Yobu afata ijambo , agira ati

2«Mutege amatwi, mwumve amagambo yanjye, ni cyo cyiza mwankorera.

3Mureke kunca mu ijambo, maze nimara kuvuga mubone kunseka.

4Ese mwagira ngo uwo ninuba ni umuntu? None se ubwo nabuzwa n'iki kurambirwa?

5Nimuhindukire mundebe, murumirwa, maze mwifate ku munwa.

6Iyo mbitekereje, nshya ubwoba, umubiri wanjye ugahinda umushyitsi.

7Ni kuki abagome bagira ubugingo, kandi bagasaza, n'ubukire bwabo bukiyongera?

8Dore urubyaro rwabo rurakomera, n'abuzukuru babo bakagwira,

9ingo zabo zikabaho mu ituze, nta kibateye inkeke? Ibihano by'Imana ntibibageraho;

10ibimasa byabo birororoka, n'inka zabo zibyara zitaramburuye.

11Bareka abana babo bakiruka nk'imitavu, ugasanga ibitambambuga byabo byikinangura.

12Batambira inanga n'ingoma, kandi bagatega amatwi ijwi ry'umwirongi.

13Barangiza ubuzima bwabo mu mutekano, bakajyanwa ikuzimu mu mahoro.

14Nyamara kandi babwiraga Imana bati 'Have igirayo, ntidushaka kumenya inzira zawe!

15Nyir'ububasha se ni iki ngo tumugaragire, ese twakunguka iki tumutakambiye?'

16Umukiro wabo ni bo bawigengaho, naho Imana bakayihigika mu migambi yabo.

17Hari uwakunze kubona itara ry'abagome rizima, cyangwa amakuba abagwirira? Ni kangahe Nyir'ububasha arakara akabaterereza ibyago?

18Bameze se nk'akatsi gahuhwa n'umuyaga, cyangwa umurama utwawe na serwakira?

19Naho mwe ngo 'Imana izabahanira mu bana babo!' Icyaruta si uko yabihanira ubwabo, na bo bakireberaho!

20Bityo umugome akabona ibye bicika, akanasogongera ku burakari bwa Nyir'ububasha!

21Urugo rwe ruba rukimubwiye iki, atakiriho, iyo yamaze gukuramo ake karenge!

22None se, Imana ni yo igiye gutozwa ubwenge, kandi ari yo icira urubanza

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ibikomerezwa byose?

23Hari upfa akindutse agifite imbaraga ze zose, kandi atunze, atunganiwe,

24ashishe ku mubiri, n'umusokoro ucyorohereye mu magufa ye.

25Hari n'undi upfana agahinda, atanigeze ihirwe na rimwe.

26Abo bombi ariko, bahambwa mu gitaka! inyo zikabashokera icyarimwe!

27Ni koko, ibitekerezo byanyu ndabizi, nzi n'ibyo muntekerezaho byose mundemera.

28Muribaza muti 'Ya nzu y'igikomangoma iri he? Rya hema ry'abagome rishinze hehe?'

29Ese ntimujya mubaza n'abagenzi, cyangwa mwaba muhinyura ibyo bavuga?

30Iyo amakuba yateye umugome ararokoka, ku munsi w'uburakari, akarusimbuka.

31Ni nde se umucyurira amafuti ye? Ibyo yakoze se, ni nde ubimwihimura?

32Bamujyana mu irimbi, imva ye bakayirinda;

33ubutaka bwo mu mucyamu bukamworohera, imbaga nyamwinshi ikamuherekeza, abantu batabarika bakamugenda imbere.

34Ni kuki mwiha kungira inama z'amahomvu? Ibisubizo mumpa, ni ukunkina ku mubyimba.»

## Yobu 22

### IKIGANIRO CYA GATATU

#### Elifazi afata ijambo ubwa gatatu

1Elifazi w'i Temani afata ijambo, agira ati

2«Ese umuntu yagirira akamaro Imana? Oya, umuntu uzi gushishoza, ni we ubwe wigirira akamaro.

3Nta cyo Nyir'ububasha yunguka iyo ubaye intungane, ubwo se wumva bimwungura iki iyo ubaye indakemwa?

4None se kuba umukunze ni cyo aguhanira, bigatuma agucira urubanza?

5Aho si ukubera ubugome bwawe bukabije, n'ibyaha byawe birenze urugero?

6Wakaga abavandimwe bawe ingwate nta mpamvu, abakene ukabacuza utwambaro twabo.

7Uwabaga afite inyota wamwimaga icyo anywa, n'ushonje ukamwima umugati.

8Igihugu cyari icy'abafite amaboko, kandi kigaturwa n'abatoni bawe.

9Wirukanaga abapfakazi bakagenda amara masa, imfubyi ukazivunagura amaboko.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Ni yo mpamvu rero waguye mu mutego, kandi ukaba wahiye ubwoba;

11urumuri rwacuze umwijima, ntiwaba ukibona, urengwaho n'ikizenga cy'amazi.

12Imana se ntiyibera mu bushorishori bw'ijuru? Itegereze inyenyeri, urebe ukuntu
ziri hejuru cyane!

13None waravuze ngo 'Imana se izi iki? Yamenya ibintu inyuze he ibicu?

14Ibicu birayibambira, ntishobore kubona, ikagenda izenguruka ijuru.'

15Urashaka se gukomeza ya nzira ya kera, imwe yanyuzwe n'abagome,

16ba bandi bamizwe imburagihe, igihe umwuzure urenze hejuru y'ibyo bari bubatse?

17Babwiraga Imana ngo 'Have igirayo; Nyir'ububasha se yashobora kudukoraho iki?'

18Nyamara ni we wari warujuje umutungo mu mazu yabo, ariko inama zabo
zigacisha ukubiri na we!

19Ukugwa kwabo gushimisha intungane, maze abaziranenge bakabasekera.

20Umutungo wabo warayogojwe, n'ibyo basize umuriro urabitwika!

21Ngaho nawe igorore na Nyir'ububasha, mubane mu mahoro, bityo umutekano
uzakugarukira;

22ujye wumva inyigisho ze, ubike amagambo ye ku mutima.

23Nugarukira Nyir'ububasha, ukicisha bugufi, ukiyama uburiganya mu nzu yawe,

24nusuzugura zahabu, ukayijugunya mu bishingwe, n'andi mabuye y'agaciro ukayata
mu misitwe,

25ubwo ni we ubwe uzaba zahabu yawe, akakubera ikirundo cya feza.

26Koko rero, Nyir'ububasha ni we uzakunezeza, maze uzubure umutwe urangamire
Imana;

27uyitakambire, ikubabarire, n'ibyo wifuza, ubigereho.

28Nugira umugambi ufata, uzaguhira, n'inzira zawe zirangwe n'umucyo,

29kuko, acubya uwikuza, agakiza uwiyoroheje;

30arokora ab'intungane, kandi wowe uzakizwa n'ibikorwa byawe biboneye!»

## Yobu 23

### Yobu asubiza Elifazi

1Yobu afata ijambo , agira ati

2«Nanone, amaganya yanjye arakomeye, ukuboko kwa Nyir'ububasha

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kurankandamiza, nkaboroga.

3Ni nde uzamunyereka, akangeza aho atuye!

4Navugira akababaro kanjye imbere ye, nkamubwira ingingo nshingiyeho,

5bityo nkamenya amagambo yansubiza, nkumva neza icyo ambwiye.

6Ese hari icyamuvuna mu kujya impaka nanjye? Oya, yapfa kuntega amatwi gusa;

7akumva ukuntu uwo baburana avuga ukuri, maze urubanza rwanjye nkarutsindira burundu!

8Ariko, iyo mushakiye iburasirazuba, simubona, mu burengero bwaryo na ho, simpamusange;

9mushakishiriza mu majyaruguru, simuce iryera, nagana epfo na ho, simpamubone.

10Nyamara we azi uko merewe; ashatse yanyuza mu itanura, navamo nsa na zahabu iyunguruye.

11Nashinze ibirenge byanjye mu ntambwe ze, mboneza inzira ye nta kuyoba;

12sinigeze nanga amategeko yampaye, kandi nzirikana mu mutima amagambo yambwiye.

13Ariko ni we utegeka, kandi nta we umuvuguruza, icyo yiyemeje, aragikora.

14Nanjye, azangenzereza uko yabigennye, kimwe n'indi migambi yose yifitemo!

15Iyo ni yo mpamvu ituma nshya ubwoba imbere ye, maze uko mbitekereza, nkarushaho guhinda umushyitsi.

16Imana yanciye intege, Nyir'ububasha yankuye umutima;

17kuko ikinshengura, atari umwijima ndimo, cyangwa ibihu byugarije amaso yanjye.

## Yobu 24

### Yobu avuga ko abagome bishyira bakizana

1«Kuki Imana Nyirububasha atagena igihe cy'urubanza ? Kuki abayoboke bayo batamenya uwo munsi ?

2Dore hariho abimura imbago z'amasambu yabo, hariho n'abaragiye amatungo bashimuse.

3Hariho abahuguza impfubyi indogobe yayo, hariho n'abatwara ikimasa cy'umupfakazi ho ingwate.

4Batoteza abatishoboye bakabayobya, abakene bo mu gihugu bakagomba kwihisha.

5Bameze nk'indogobe mu butayu, bazindukira mu butayu gushaka ibyokurya,


© 2012, Bible Society of Rwanda.

bajyayo gushaka ibyo gutunga abana babo.

6Bahatirwa gutongora imirima y'abagome, bagahatirwa gusarura imizabibu yabo.

7Bararira aho nta cyo biyoroshe, nta cyo bagira cyo kwikinga imbeho.

8Imvura yo mu misozi ibacikiraho, babura ubwugamo bakikinga ku rutare.

9Imfubyi bayinyaga n'ibyayibeshagaho, naho abana b'umukene bakabagira ingwate.

10Bityo bagendera aho bambaye ubusa, bicwa n'inzara nyamara bikorereye abandi imiba y'ingano !

11Bakamura amavuta mu minzeze, babengera divayi mu mizabibu, nyamara bo bicwa n'inyota.

12"Mu mugi huzuye imiborogo y'abasamba, nyamara Imana ntiyita ku gutakamba kwabo ! babura ubwugamo, bakisunga urutare.

13Abagome bazirana n'urumuri, ntibashaka kugendera mu mucyo, ntibaguma mu nzira zawo.

14Umwicanyi abyuka mu rukerera, yica umukene n'utishoboye, iyo ijoro riguye ajya kwiba.

15Umusambanyi ategereza ko bwira, agenda yipfutse mu maso, yibwira ati 'Nta wuri bumbone'.

16Abajura bamena amazu nijoro, ku manywa bakihisha, bazirana n'umucyo.

17Kuri bo igitondo kibabera nk'umwijima w'icuraburindi, koko rero bamenyereye ibitera ubwoba bya nijoro.

18"Imibereho y'abagome ni nk'amazi ahita, aho batuye haravumwe, nta n'umwe muri bo ukigera mu mizabibu ye.

19Uko icyokere n'ubushyuhe bishongesha urubura, ni ko umunyabyaha azimirira ikuzimu.

20Nyina wamubyaye aramwibagirwa, inyo ziramurya ntiyongere kwibukwa. Arimbuka nk'igiti kirimburanywe n'imizi.

21Yagiriraga nabi abagore bagumbashye, yakandamizaga n'abapfakazi.

22Imana Nyirimbaraga irimbura abanyagitugu, iyo ibahagurukiye ntibaba bakirusimbutse.

23Haba ubwo Imana ibareka bakiyumvamo amahoro, icyakora igahoza ijisho ku migenzereze yabo.

24Bagubwa neza akanya gato, nyuma bakarimbuka, bacishwa bugufi bakamera nk'abandi bose, bararabirana bakamera nk'ihundo batemye.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

25Ni nde wanyomoza ko ibyo atari ko biri ? Nagaragaze ko ibyo mvuze ari amahomvu »

## Yobu 25

### Bilidadi avuga ubwa gatatu

1Bilidadi w'i Shuwa afata ijambo, aravuga ati

2«Imana ni yo nyir'ububasha n'igitinyiro, ni yo ituma amahoro aganza mu ijuru.

3Ni nde wabasha kubarura imitwe y'ingabo zayo ? Ni nde umucyo w'Imana utamurikira ?

4Mbese umuntu yabasha gutunganira Imana ? Ese umuntu buntu yabasha ate kuba umwere ?

5Mbese niba Imana ibona ukwezi kudacyeye, ese niba Imana ibona inyenyeri zitera de,

6kuri mwene muntu hacura iki, mwene muntu umeze nk'urunyo n'umunyorogoto ?

## Yobu 26

### Yobu asubiza Bilidadi

1Nuko Yobu arabasubiza ati ati

2«Mbega ngo uratera inkunga umunyantegenke ! mbega ngo uragoboka utishoboye !

3Mbega ngo uragira inama ikiburabwenge ! Mbega ngo urangaragariza ubushishozi buhambaye !

4Ariko se ayo magambo yose urayabwira nde ? Ni nde wakoheje kuvuga uryo ?

### Ububasha bw'Imana ku byaremwe byose

5Abapfuye barahindira umushyitsi ikuzimu, amazi n'ibiyabamo biradagadwa.

6Imana ireba ibiri ikuzimu, aho ikuzimu ntihihisha amaso yayo.

7Ni yo yahanitse ikirere, ni yo yatendetse isi ku busa busa.

8Amazi iyabumbira mu bicu bibuditse, nyamara nubwo biremereye ntibihanuka.

9Itwikira ukwezi, igutwikiriza ibicu byayo.

10Ishyiraho ikirere cy'urugabano hejuru y'amazi, urugabano rutandukanya umucyo n'umwijima.

11Imana itigisa inkingi z'ijuru, irazitigisa zigakangarana.

12Ububasha bwayo bwatumye icubya inyanja, ubwenge bwayo bwatumye irimbura Rahabu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Umwuka wayo wakenkemuye ijuru, ubwayo yivuganye cya gikoko kabutindi !

14Niba ibi yakoze bidahambaye kuri yo, ibyo twe dushobora kumenya ni bike cyane
! Ese ubwo ni nde wasobanukirwa n'ububasha bwayo ?»

## Yobu 27

### Yobu yongera kuvuga ko ari umwere

1Nuko Yobu yongera gufata ijambo aravuga ati

2«Ndahiye Imana yanze kundenganura, ndahiye Nyirububasha unshavuza,

3igihe cyose ngihumeka, igihe cyose Imana ikimpaye umwuka,

4sinzigera ngira ikibi mvuga, nta n'ubwo nzigera mbeshya.

5Sinshobora kwemera na rimwe ko muvuga ukuri, nzarinda nipfira nkivuga ko ndi
umwere !

6Nzakomeza kuba intungane sinzabireka, igihe cyose nkiriho nta cyo nishinja.

7«Unyanga azapfe urw'abagome, umpagurukiye apfe urw'inkozi z'ibibi !

8Umuhakanamana agira cyizere ki ? Agira cyizere ki iyo yambuwe ubuzima bwe ?

9Dore amakuba azamwugariza, mbese namwugariza Imana izumva ugutakamba kwe
?

10Umuntu nk'uwo ntiyakwishimira Nyirububasha, ntiyata igihe cye atakambira
Imana.

11Jyeweho nzabamenyesha ububasha bw'Imana, sinzabahisha imigambi ya
Nyirububasha.

12Erega namwe mwese mwarabyiboneye ! None se ni iki gituma muvuga amagambo
y'amahomvu ?

### Sofari avuga ubwa gatatu

13«Dore ibihembo Imana igenera umugome, dore igihano Nyirububasha agenera
abanyagitugu:

14abana abyara bazicwa n'inkota, abamukomokaho bazicwa n'inzara.

15Abe barokotse bazatsembwa n'icyorezo, abapfakazi babo ntibazabaririra.

16Nubwo yarunda ifeza nyinshi, nubwo yarunda imyambaro,

17iyo myambaro izambarwa n'intungane, ifeza na yo izajyanwa n'abere !

18«Inzu y'umugome idigadiga nk'iy'igitagangurirwa, idigadiga nk'akaruri k'umurinzi
w'umurima.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

19Aryama akungahaye, akabyuka atindahaye, iyo akangutse asanga ibyo atunze byayoyotse.

20Ibitera ubwoba bimwisukiranyaho nk'amazi, nijoro serwakira ikamwamurukana.

21Umuyaga w'iburasirazuba uramutwara, uramutumukana akava aho yari atuye.

22Umuyaga umutumura nta mpuhwe, nta bwo abasha guhunga ubukana bwawo.

23Ababonye ibimubayeho baramukwena, aho agannye hose bamuha urw'amenyo !»

**Yobu 28**

## IGISINGIZO CY'UBUHANGA

1Koko rero, feza igira aho icukurwa, zahabu na yo igira aho itunganirizwa;

2ubutare babukura mu butaka, babucanira, bukabyara umuringa.

3Bacukura bitwaje amatara agahashya umwijima, maze ibuye ryari ryihishe mu mwijima w'igicuku, rikagaragara ryose uko ryakabaye.

4Imbaga y'abacakara bacukuye amarongi ahantu hadatuwe, bayajyamo bamanukiye ku kiziriko, kibakoza hirya no hino nta muntu ubareba.

5Ubutaka bwera ibitunga abantu, ariko mu nda yabwo umuriro uhinda.

6Aho hantu hari amabuye y'agaciro, arimo na zahabu nyinshi!

7Ni inzira ibyaruzi bitazi, emwe na kagoma ntiraharabukwa!

8Inyamaswa z'ishyamba ntizirahagera, habe ngo n'intare irahazi.

9Amasarabwayi yarajanjaguwe, imisozi irarimbagurwa,

10urutare barucishaho imiyoboro, maze ibintu by'agaciro byose, umuntu arabibona.

11Bashakiye no mu masoko y'imigezi, ibyihishe byose bishyirwa ahagaragara.

12Ariko se ubuhanga, bwo bukomoka he? Indiri y'ubwenge iba he?

13Umuntu ntazi inzira ibuganishaho, kandi nta bwo buri kuri iyi si y'abazima.

14Inyenga iravuga iti 'Nta bwo bundimo!' n'inyanja na yo iti 'Nta bwo buba iwanjye!'

15Nta bwo buguranwa zahabu iyunguruye, kandi ntibunagurwa uburemere bwa feza.

16Nta n'uwabugereranya n'amabuye y'agaciro, nka zahabu y'i Ofiri cyangwa safiri.

17Ni byo, nta ho buhuriye na zahabu cyangwa amasaro, nta n'uwabugurana igikombe cya zahabu.

18Nta ho buhuriye n'amabuye y'agaciro, kandi kubugira biruta gutunga ibirezi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

19Ntibugereranywa na topazi yo mu Misiri, kandi nta ho buhuriye na zahabu iyunguruye.

20Ariko se noneho, ubuhanga bukomoka he? indiri y'ubwenge ni iyihe?

21Bwihishe amaso y'umuntu wese, n'inyoni zo mu kirere ntizibuzi.

22Inyenga y'ikuzimu yarivugiye iti 'Twigeze kumva babuvuga baburata.'

23Imana yonyine ni yo izi inzira yabwo, kandi ikamenya aho buba,

24kuko ibona hose kugeza mu mpera z'isi, kandi ikitegereza ibiri mu nsi y'ijuru byose.

25Igihe yahaga umuyaga imbaraga ufite, ikagenera amazi urugero rwayo,

26igihe yahaga imvura amategeko ayigenga, igaca n'inzira y'imitontomo y'inkuba,

27icyo gihe, ni ho yabubonye, irabucengera, irabushima, kandi ibusuzuma impande zose,

28maze ibwira umuntu, iti

'Gutinya Nyagasani, ni bwo buhanga, kandi kuzibukira icyaha, ni bwo bwenge.'

## Yobu 29

## UMWANZURO W'ICYO KIGANIRO YOBUARIREGURA AGANYA

### Yobu aribuka amahirwe yari afite kera

1Yobu akomeza umuvugo we, agira ati

2«Ni nde uzansubiza imibereho nk'iyo nahoranye mbere, igihe Imana yandindaga,

3ubwo itara rye ryamurikiraga ku mutwe wanjye, maze urumuri rwe rukanyobora mu mwijima?

4Uwansubiza uko nari meze, igihe nari ntengamaye, Nyir'ububasha ari we undinze,

5Imana ikiri kumwe nanjye, igihe abana banjye bankikizaga,

6niyuhagiza amata ibirenge, amavuta avubuka mu rutare, agatemba nk'imigezi!

7Icyo gihe, nasohokeraga ku karubanda hafi y'umugi, nkahasanga intebe yangenewe,

8urubyiruko rwambona rukihisha, naho abakambwe bagahaguruka banyubahiriza;

9abatware birindaga kuvuga, iminwa yabo bakayipfuka,

10ijwi ry'ibikomangoma rigacweza, ururimi rwabo bakaruca bakarumira.

21Baracecekaga bakantega amatwi, bagategereza igitekerezo cyanjye.

22Iyo narangizaga kuvuga, nta wasubizagayo, ahubwo ijambo ryanjye ryarabacengeraga,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

23ugasanga bampanze amaso, nk'abategereje imvura, bakasama nk'abarangamiye
iy'umuhindo.

24Iyo nabasekeraga, baratangaraga, bakitegereza uko nsa nta na hamwe basize.

25Ni jye wabayoboraga, nkabarangaza imbere, nkamera nk'umwami uri hagati
y'imbaga ye, aho mbajyanye bakajya aho.

11Ni koko, uwanyumvaga wese yanyitaga umuhire, n'umbonye wese akanyamamaza,

12kuko nakizaga umukene untakambiye, cyangwa imfubyi yabuze kirengera.

13Abihebye bose bapfaga bandamya, n'umutima w'umupfakazi nkawuha kwishima.

14Narangwagaho ubutungane, kandi bunyizihiye, ubutabera ni bwo bwari igishura
n'ikamba ryanjye.

15Nareberaga impumyi, nkagendera igicumba,

16nari umubyeyi w'abakene, kandi nkita ku magorwa ya ba nyakamwe.

17Abagiranabi nabakuraga amenyo, nkabatesha abo bashakaga kurya.

18Ubwo naribwiraga nti «Nzapfa nshaje, mfite imyaka itabarika nk'umusenyi;

19imizi yanjye izashorera mu mazi, maze nijoro urume rutonde ku mashami yanjye;

20ikuzo ryanjye rizahora ari ryinshi, kandi umuheto wanjye uzasubirana umurego.»

## Yobu 30

### Yobu araganya kubera amagorwa yamugwiririye

1None dore nsigaye nsekwa n'abo nduta ubukuru, kandi ba se narajyaga mbakerensa,
nkumva basumbwa n'imbwa zindindira amashyo.

2None se amaboko yabo yari kumarira iki? Ko imbaraga zari zarabashizemo,

3kubera ubutindi n'inzara. Babaga mu bigunda, ahantu h'itongo harariranye;

4basaruraga imbuto zo mu ishyamba, bagatungwa no guhonda inguri.

5Bari ibicibwa mu bantu, basigaye babakwena nk'ibisambo.

6Bararaga mu mihora, mu buvumo cyangwa mu bikuku by'urutare;

7bakagongerera mu bihuru, bakirundanya mu bitovu.

8Bari abana b'inyoko mbi, babyawe n'abatagira izina, bari ibicibwa mu gihugu cyose.

9None basigaye barantereyeho imbyino, nababereye iciro ry'imigani!

10Nsigaye mbatera isesemi bakampunga, kandi ntibatinya kuncira mu maso.

11Umuheto wanjye, Uhoraho yarawureguye, arandibata, none bose barambonerana.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12Iburyo bwanjye nugarijwe n'ingegera, zishakisha uburyo zantembagaza.

13Barantangatanze, bambuza ubuhungiro, baraje, kandi nta we ubakoma imbere;

14baciye icyuho kigari bangeraho, nuko bankumbagaza mu byavu.

15Ubwoba bwarantashye, amizero yanjye yose atumuka nk'umuyaga, umukiro
wanjye uyoyoka nk'igicu!

16None umutima wankutse, iminsi y'ubutindi iranyokamye.

17Nijoro, ububabare bumunga amagufa, n'imitsi yanjye ikarega yose.

18Uhoraho yanshikuje umwambaro wanjye, anigisha igishura cyanjye mu ijosi,

19ankumbagaza mu cyondo, none ndasa n'uwaraye mu ivu cyangwa mu mukungugu.

20Uhoraho, ndagutakambira ntunyumve, nakwiyereka, ntunyiteho.

21Wambereye gica, uranyibasira n'imbaraga zawe zose,

22wambagayuje serwakira, irancundagura, maze ndigitira muri iyo nkubi y'umuyaga.

23Ni byo ndabizi, uransubiza mu rupfu, aho abazima bose bazahurira.

24Ariko se abakene sinabateye inkunga, igihe ubutindi bwabugarizaga bakantakira?

25Ese sinagiriye impuhwe uwo ubuzima bwari bukomereye, umutima wanjye
ukaririra umukene?

26Nari niteze umukiro, amakuba aba ari yo ansanga, nari nizeye urumuri, umwijima
uba ari wo unsanga.

27Amara yanjye aragonga ubutitsa, iminsi y'amakuba yaranziye.

28Ndagenda nijimye, nta mucyo, mu ruhame, ndahaguruka ngasakuza,

29nabaye ruhabwanduru nk'umuhari, nibera mu butayu hamwe na za mbuni.

30Umubiri wanjye warirabuye, amagufa yanjye yashiririjwe n'umuriro w'amaseke.

31Inanga yanjye isigaye ari iy'amaganya gusa, naho umwirongi wanjye ugaherekeza
amajwi y'abandirira.

## Yobu 31

### Yobu ariregura

1Amaso yanjye, twari twarumvikanye, ko atagomba kugira inkumi arangamira.

2None se uruhare Nyir'ijuru aha abantu ni uruhe? Ni uwuhe mugabane
Nyir'ububasha abagenera?

3Aho none si amakuba abahemu bagabana, n'inkozi z'ibibi si akaga zigenewe?

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Ese ntabona imyifatire yanjye, kandi akabara n'intambwe nteye zose?

5Niba narabaye umunyabinyoma, nkaba naragenzwaga no kubeshya,

6Imana ninsuzume uko bikwiye, maze imenyereho umurava wanjye!

7Niba narayobye inzira nyayo, umutima wanjye ugatomerera aho amaso awujyanye,
none nkaba narahindanye ibiganza,

8ndabirahiye: nzabibe rubanda rwirire, n'urubyaro rwanjye ruzarimbuke!

9Niba umutima wanjye warararukiye umugore w'undi, ngahora ndekereje ku rugi
rw'umuturanyi,

10ndabirahiye: umugore wanjye azace incuro ku wundi, maze abandi bamwitungire!

11Koko rero, iryo ni ishyano naba narakoze, ndetse ni icyaha gikwiye gucirwa
urubanza,

12cyamviramo umuriro wantwika ukandimbura, ugakongeza umusaruro w'ibyo
nejeje byose.

13Niba narakandamije umugaragu wanjye, nkarenganya umuja wanjye hari icyo
dupfa,

14ubwo se nzabigenza nte Imana nihaguruka, ikaza kwibariza; nzasubiza iki?

15Uwambyaye we se, si yo yamuremye, twese se si yo yatubumbabumbiye mu nda
itubyara?

16Ese hari ubwo nigeze nirengagiza icyifuzo cy'abakene, ngo ndeke amaso
y'umupfakazi ampondoberera imbere?

17Ese nisangizaga umugati jyenyine, ntawuhayeho impfubyi?

18— kandi jyewe, kuva nkiri muto, Imana yarandeze kibyeyi, ikandengera kuva
nkivuka!—

19Ese hari ubwo nabonye umukene wambaye ubusa, mbona utishoboye yabuze icyo
yiyorosa,

20maze ndeka kubahoza mbaha icyo bikinga, no kubasusurukisha uruhu rw'intama
zanjye?

21Ese hari ubwo nasagariye impfubyi ngo ni uko mbonye rubanda banshyigikiye?

22Niba rero narakoze bene ayo mahano, ndabirahiye: ndakanantukamo ijosi,
ukuboko kwanjye gukonyokere mu nkokora!

23Koko rero, ubwo Imana yazampindisha umushyitsi, sinshobore guhangarana
n'ikuzo ryayo!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

24Niba zahabu ari yo nagize amiringiro yanjye, nkibwira ko zahabu iyunguruye ari wo mukiro wanjye,

25niba naranejejwe no kugira umutungo utubutse, nkaba narungutse ibintu byinshi,

26niba narabonye urumuri rubengerana, n'ukwezi kugendana ishema,

27maze umutima wanjye ukararuka, ngakurizaho kubisenga,

28icyo na cyo cyaba ari icyaha nzahanirwa, kuko naba narihakanye Imana yo mu ijuru.

29Ese nigeze nishimira ko umwanzi agize ibyago, mbyinira ku rukoma kubera ibyago byamwugarije?

30Oya, umunwa wanjye ntiwigeze ucumura, ngo ntakambe musabira gupfa.

31Ese abo mu ihema ryanjye ntibavugaga bati

'Hari uwo wabona utarariye inyama ze ngo azihage?'

32Nta muvantara wararaga hanze, imiryango yanjye nayikinguriraga umugenzi.

33Hari ubwo se nagenje nka bamwe, mpisha ibyaha byanjye, ibicumuro byanjye mbibika ku mutima?

34Hari ubwo se natinye amagambo ya rubanda, n'umugayo w'imiryango, maze ndaceceka, ntinya gusohoka iwanjye?

38Niba ubutaka bwanjye hari icyo bundega, n'imirima yanjye ikaba ibabajwe

39n'uko nariye ibyo yeze ntishyuye, kandi narishe abayikoragamo, ndabirahiye:

40[a]niba ari byo, ndakameza amahwa mu mwanya w'ingano,

40[b]meze na kimari mu mwanya w'indi myaka!

35Iyaba nashoboraga kugira umuntu wanyumva! Ijambo ryanjye ni iryo, ahasigaye Nyir'ububasha nansubize!

36Naho ibirego by'umuburanyi wanjye, nzabiheka ku rutugu, ndetse mbyitamirize nk'ikamba.

37Nzamurikira Imana ibyo nakoze byose, nyegere nshinjagirana ishema, uboshye igikomangoma.»

40[c]Ngiyo indunduro y'amagambo ya Yobu.

## Yobu 32

### IJAMBO RYA ELIHU

1Ba bagabo batatu bageze aho ntibongera kuvuguruza Yobu, kuko atahwemaga

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kwiyita intungane.

2Nuko, ibyo birakaza cyane Elihu mwene Barakeli w'i Buzi, mu nzu ya Ramu. Yarakariye Yobu, kuko yishongoraga avuga ko afite ukuri imbere y'Imana.

3Yarakariye kandi za ncuti eshatu, kuko zabuze icyo zisubiza, ntizirenganure Imana.

4Igihe bamaze bavugana na Yobu, Elihu yari abateze amatwi, kuko bamurutaga ubukuru.

5Ariko Elihu amaze kubona ko ba bagabo batatu ibisobanuro byabakamanye, uburakari buramwegura.

### Ijambo rya mbere rya Elihu

6Elihu mwene Barakeli w'i Buzi afata ijambo, agira ati «Jyewe ndacyari muto, naho mwebwe musheshe akanguhe, ni yo mpamvu nagize ubwoba, ngatinya kubatangariza ubumenyi bwanjye.

7Ubwo nibwiraga nti 'Inararibonye zirabisobanura, reka ndeke abakuru baduhishurire ubuhanga.'

8Ariko umwuka wa Nyir'ububasha, iyo ugiye mu muntu, ni ho amenya ubwenge;

9abakuze si bo bene ubuhanga, n'abasaza si bo bene gushishoza.

10Ni yo mpamvu ngize nti 'Nimutege amatwi, nanjye mbatangarize ubumenyi bwanjye.'

11Dore nakomeje gutegereza amagambo yanyu, ntega amatwi ibitekerezo byanyu; igihe mwashakashakaga amagambo,

12nari mbarangamiye. None dore nta n'umwe washoboye kunyomoza Yobu, muri mwe nta washubije amagambo ye.

13None rero ntimukibwire ngo 'Twashyikiriye ubuhanga, si umuntu watwigishije, ahubwo ni Imana.'

14Jyewe sindondobekanya amagambo nk'ayanyu, kandi si na yo nza gukoresha musubiza.

15Bumiwe, ntibagisubiza, amagambo yabakamanye.

16Nategereje... Mbonye batavuga, barekeye, batagisubiza,

17niyemeza gusubiza ku giti cyanjye, ngatangaza nanjye ubumenyi bwanjye.

18Koko rero, amagambo araniganamo, ndiyumvamo umuhate wo kuvuga.

19Ni byo, umutima wanjye umeze nka divayi ipfutse hose, yashaka kubira, igataratsa ibibindi bishyashya.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

20Ndashaka kuvuga kugira ngo ninigure, ngiye kubumbura umunwa wanjye maze nsubize.

21Kandi rero, nta we ndi bubere, cyangwa ngo muhakirizweho,

22sinjya menya guhakwa, kuko Iyandemye yahita inkuraho.

## Yobu 33

1Wowe rero Yobu, umva ibyo nkubwira, utege amatwi amagambo yanjye yose.

2Dore ngiye kubumbura umunwa, ururimi rwanjye rutobore ruvuge;

3umutima wanjye wuzuye ubuhanga, kandi umunwa uravuga ukuri nyako.

6Uko nkumereye, ni nk'uko nawe umeze ku Mana, nanjye navuye mu gitaka;

4umwuka w'Imana ni wo wandemye, umwuka wa Nyir'ububasha ni wo wampaye ubuzima.

7None rero, singutere ubwoba, nta cyo ndi bugukoreho.

5Niba ubishoboye, unyomoze, itegure kwiregura, uhagarare imbere yanjye.

8Ndacyumva rwose mu matwi yanjye, ijwi ry'amagambo yawe, ugira uti

9'Ndi intungane, nta cyaha ngira, ndi umwere, nta gicumuro kindangwaho,

10ariko Nyir'ububasha aranshakaho urwitwazo, akampindura umwanzi we,

11akantega imitego ngo nyigwemo, kandi akagenzura ibyo nkora byose.'

12Reka rero ngusubize: nta bwo wavuze iby'ukuri! Kuko Imana isumba ikiremwa muntu;

13nta mpamvu ufite yo kuyishinja ngo ni uko amagambo yawe yose itayashubije!

14Imana ivuga rimwe, ntisubiramo ubwa kabiri.

15Iyo urota mu nzozi nijoro, igihe abantu baba bahwekereye, basinziriye ku mariri yabo,

16ni ho Nyir'ububasha yihishurira abantu, akababonekera bagashya ubwoba,

17ubwo ari ukugira ngo abuze muntu ibikorwa bye bibi, amuvanemo ubwirasi,

18arinde roho ye kurohama, n'ubuzima bwe bwoye kugwa mu mwobo w'ikuzimu.

19Ubundi yigishiriza umuntu n'aho aryamye, nk'igihe ahinda umushyitsi arwaye,

20umutima we wazinutswe ibyo kurya, n'iyo byaba biryoshye bite;

21agatangira kuma ahagaze, amaguru ye agasigara yanamye,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22ubwo akagenda asanga urupfu, ikuzimu, aho abapfuye bandi baba.

23Nyamara, mu bihumbi by'abamalayika, habonetsemo umwe umwishingira ngo amwibutse icyo ategetswe,

24akanamusabira ku Mana, agira ati

'Mubabarire woye kumwica, namuboneye incungu',

25ako kanya, uwo muntu yakwiyuburura, akongera gusubirana ubusore bwe.

26Uwambaza Imana wese iramwumva, agatunguka imbere yayo yasazwe n'ibyishimo, agatekerereza abandi uko yarokowe;

27nuko akaririmbira imbere yabo, agira ati 'Nari naracumuye, nyoba inzira y'ukuri, nyamara nta bwo yampaniye icyaha cyanjye;

28yarinze roho yanjye inyenga y'ikuzimu; none ubuzima bwanjye burarangwa n'umucyo.'

29Ibyo ni byo Imana ihora ikora, kabiri gatatu, igirira muntu,

30kugira ngo imurinde inyenga y'ikuzimu, maze amurikirwe n'urumuri rw'abazima.

31Yobu itonde, utege amatwi, ucecek, maze jyewe mvuge.

32Niba hari icyo ufite kuvuga, unsubize, uvuge kuko nifuza ko uhuza n'ukuri;

33niba kandi nta cyo, ntega amatwi, ucecek, maze ngutoze ubuhanga.

## Yobu 34

### Ijambo rya kabiri rya Elihu

1Elihu arongera afata ijambo, agira ati

2«Mwebwe banyabuhanga, nimwumve amagambo yanjye, namwe bahanga, nimuntege amatwi;

3kuko ugutwi kunyurwa n'amagambo nk'uko akanwa karyoherwa n'ibiryo.

4Tugerageze gushishoza tumenye igitunganye, turebere hamwe igikwiye.

5Ni koko, Yobu yaravuze ngo 'Ndi intungane, ariko Imana yarantereranye.

6Umurava wanjye ntumbuza kubabara, igikomere cyanjye ntigikira, kandi nta cyaha ngira!'

7Ni nde wamera nka Yobu, umuntu wirata nk'unywa amazi,

8agacudika n'inkozi z'ibibi, kandi akagendana n'abagome?

9Yarivugiye ngo 'Gukora ugushaka kw'Imana, nta cyo bimariye umuntu.'

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10None rero, bantu mushyira mu gaciro, nimuntege amatwi: Ubugome buri kure y'Imana, kandi akarengane ntikarangwa kuri Nyir'ububasha!

11Buri wese amwitura ibyo yakoze, kandi akamugenera akurikije imyifatire ye.

12Oya rwose, Imana ntiba gito, kandi Nyir'ububasha si we wanga ukuri.

13Haba hari undi wamushinze kumenya isi, akanamuragiza ibiyiriho byose?

14Ese aramutse yishubije umwuka we, akatuvanamo ubuzima akabwisubiza,

15ibinyamubiri byose ntibyapfira rimwe, umuntu agasubira mu gitaka?

16Niba ufite ubwenge, umva ibyo nkubwira, utege amatwi amagambo yanjye.

17Ese uzirana n'ukuri yashobora gutegeka? Watinyuka se gushinja Nyir'ubutungane Ushobora byose?

18Ni we ubwira umwami, ati 'Nta cyo umaze', akabwira ibikomangoma ati 'Muri abagome.'

19Nta bwo arengera abatware, ntabera umukire ngo arenganye umukene, kuko bose ari we wabaremye.

20Bakinduka mu kanya gato, igicuku kinishye; arimbura abakire bakibagirana, kandi yamagana ibikomerezwa, bikabura gitabara.

21Koko rero, amaso ye ayahoza ku bantu, akabona aho banyuze hose;

22nta mwijima cyangwa ijoro inkozi z'ibibi zamwihishamo.

23Imana ntiha umugambi umuntu, ngo ajye kwiregura imbere yayo.

24Ikindura abakomeye nta we ibajijе, maze ku ntebe yabo ikahicaza abandi.

25Izi neza ibikorwa byabo, yahengera nijoro ikabahanantura bagahonyorwa.

26Ibatsibagura kimwe n'abagome, bagakubitirwa ku karubanda aho bose babona,

27kuko baba baranze kuyikurikira, bakirengagiza inzira zayo,

28bigatuma imiborogo y'abakene iyigeraho, ikumva n'induru z'abatishoboye.

29Imana se iretse kugira icyo ikora, hari uwayishinja? Ihishe uruhanga rwayo se, yabonwa na nde? Nyamara igenzura ibihugu n'abantu,

30kugira ngo hatagira umugome utegeka, muri babandi bashaka koreka imbaga mu mutego.

31Ariko, hagize ubwira Imana ati 'Narashutswe, sinzongera gukora icyaha,

32ibyo ntazi, ujye ubinyigisha, kandi niba naracumuye, sinzabyongera',

33urumva se yamuhanira ibyaha bye? Ubwo rero unegura imigambi ye, ukaba ari

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

wowe ugomba kwihitiramo igikwiye ntabigutegetse, ngaho ibyo uzi bivuge!

34Nyamara, abantu bashyira mu gaciro, kimwe n'undi munyabuhanga wese ubyumva, bazavuga bati

35'Yobu aravuga nk'injiji, amagambo ye ntiyerekeranye.'

36Koko rero, Yobu akwiye gufatirwa imigambi, kuko yavuze nk'abagiranabi;

37yagize gucumura, none yongeyeho no kwivumbura, bigeza aho bamwe muri twe bashidikanya, kandi akomeza guhata Imana amagambo.»

## Yobu 35

### Ijambo rya gatatu rya Elihu

1Elihu afata ijambo, agira ati

2«Ubwo uribwira ngo ufite ukuri, ukeka ko wakwiregura imbere y'Imana,

3uvuga uti 'Kuba indacumura bimariye iki? Hari akamaro bimfitiye?'

4Ubu rero, ngiye kugusubiza, wowe n'incuti zawe.

5Itegereze ijuru, urirebe, uhange amaso ibicu, urasanga biri hejuru yawe.

6Ibyaha ukora wibwira se ko bishyikira Imana? Iyo wungikanya ibicumuro, wibwira ko hari icyo itakaza?

7Iyo ubaye intungane se ho, hari icyo uyongerera? Hari icyo se uba uyihaye?

8Abo ubugome bwawe bukoraho ni abantu nkawe, n'ubutungane bwawe bukarengera mwene muntu!

9Iyo umuntu akandamijwe arataka, yahohoterwa n'abakomeye akavuza induru;

10ariko nta we ugira ati 'Imana yaturemye iri he? Yo itera abantu kuyiramya nijoro,

11yo iduha ubwenge buruta ubw'inyamaswa zo ku isi, n'ubwitonzi burusha ubw'inyoni zo mu kirere?'

12Bigatuma rero abantu batakamba, ntibasubize, bitewe n'ubwirasi bw'abagome.

13Nawe rero ugatera hejuru ngo Imana ntiyumva, ngo Nyir'ububasha ntabyitayeho!

14Ubwo se yakumva ite, kandi uvuga ko utayibona, ko wayiregeye, none ukaba utegereje igisubizo;

15ukemeza ko uburakari bwayo budahana, kandi ko ubwicanyi itakibwitaho!

16Ngayo amagambo y'amahomvu Yobu avuga; ni ubwenge buke bumutera gusukagura amagambo.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Yobu 36

### Ijambo rya kane rya Elihu

1Elihu akomeza ijambo rye, agira ati

2«Ba uretse gato, nkwigishe, kuko ndacyafite amagambo Imana yantumye.

3Nzakora iyo bwabaga n'ubwenge bwanjye bwose, mburanire Iyandemye.

4Koko rero amagambo yanjye si ibinyoma, uwo muri kumwe ni umugabo w'imvugakuri.

5Menya ko Imana ifite ububasha buhagije, kandi ko idatererana umuntu w'intungane;

6antireka umugome ngo yibereho gusa,

7antiyirengagiza intungane,

6bkandi irenganura abakene.

7bYagabiye abami ingoma, ibicaza ku ntebe y'inteko ubuzira herezo, ariko bo barikuza,

8none dore biboheshejeje ibiziriko, bari ku ngoyi y'ubutindi.

9Yaberetse ibikorwa byabo, ibahishurira ibyaha byabo batewe n'ubwirasi;

10yazibuye amatwi yabo irababurira, kandi ibategeka kureka ikibi.

11Nibayitega amatwi, bakayiyoboka, bazasazana ihirwe, ubuzima bwabo burangirane umunezero.

12Ariko nibanga kumva, bazaboneza inzira y'ikuzimu, bapfe bazize kubura ubwenge.

13Naho ab'imitima yuzuye ubugome n'inzika, abo Imana iboha ntibayitakambire,

14barimbuka bakiri bato, bishwe no konona ubusore bwabo.

15Ariko umukene, imukirisha ubukene bwe, ubutindi bwe, ikabumuheramo kujijuka.

16Nawe, izagucisha ukubiri n'imibabaro, uzatengamara, hoye kugira ikikuziga, uzagira ibyo kurya bihagije kandi byiza.

17Ubwo rero, uzashinja abagome, maze uyoboke inzira y'ubutungane.

18Uramenye, ntuzashukwe n'abaguha ibintu, cyangwa ngo wicwe n'umurengwe.

19Umukire uzamucire urubanza kimwe n'udafite zahabu, umuntu ukomeye uzamugenzereze kimwe n'umunyantege nke.

20Ntugapyinagaze abantu b'abavantara, ngo ubasimbuze bene wanyu,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

21uzirinde kandi, gukurikirana ikibi, kuko ari byo byaguteye kubabazwa bene ako kageni.

22Ni koko, Imana ifite ububasha bw'ikirenga, ni uwuhe mutware wayigereranya?

23Ni nde se wayibwiriza ibyo ikora, akubahuka kuyibwira ngo 'Warahemutse'?

24Ahubwo ujye wibuka kurata ibikorwa byayo, mbese nk'uko n'abandi babihimbaje;

25ni iby'abantu bose bashobora kubona, kandi ntibyihishe, byigaragariza kure.

26Ni koko, Imana ifite ubwenge bw'ikirenga, kandi imyaka yayo ntibarika.

27Ni yo ibumbira hamwe amazi yo mu kirere; maze ikayahinduramo ibicu,

28ibicu na byo bikazabyara imvura, maze ibijojoba bigakwiragira imbaga y'abantu.

31Iyo mvura ni yo Imana itungisha amahanga, ikabaha ibyo kurya bihagije.

29Ni nde wakumva umutambagiro w'ibicu, agasobanukirwa n'ukuntu inkuba zibihindiramo?

30Imana ni yo ikwiza hose ibihu, bigatwikira n'impinga z'imisozi;

32Iba ifatishije umurabyo amaboko yombi, ikawurekura iwohereza ahantu.

33Inkuba ihinda itangaza ko ije, n'imvura y'amahindu ikagaragaza uburakari bwayo.

## Yobu 37

1Ngicyo igitera umutima wanjye kunsimbuka, maze ukava mu gitereko cyawo.

2Nimwumve urwamo rw'ijwi ry'Imana, mwumve n'urusaku ruyiva mu kanwa!

3Ashumurira inkuba ze ku isi yose, umurabyo we ukagarukira aho ijuru riterwa inkingi.

4Umurabyo uza ukurikiwe n'ijwi ryayo, ijwi ritontoma ry'Imana, maze igihe iryo ricyumvikana, igashumura inkuba zayo.

5Ni koko Imana itwereka ibitangaza byayo, igakora ibintu bihambaye biturenze!

6Ni yo ibwira urubura, iti 'Genda ugwe ku isi' igategeka umuvumbi, iti 'Gwa umusubizo.'

7Nuko igahagarika ityo imirimo y'amaboko y'abantu, kugira ngo bose bamenyereho ibikorwa byayo.

8Inyamaswa zitaha mu ndiri zazo, zikihisha mu myobo yazo.

9Inkubi y'imiyaga ituruka mu majyepfo, imbeho igaturuka mu majyaruguru.

10Imana iyo ihushye, amazi ahinduka amahindu, inyanja zigahinduka nk'urutare.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11Ni yo ituma ibicu bicumbeka, ikabikwirakwiza hose byuzuye imirabyo.

12Ngibyo birazenguruka hose bikurikije uko yabigeneye, kugira ngo birangirize ku isi ugushaka kwayo;

13nuko ikabituma mu mahanga yose, kugira ngo byice cyangwa bikize.

14Yobu, tega amatwi ibyo nkubwira, itonde, uzirikane ibitangaza by'Imana.

15Ibyo se uzi uko Imana yabigennye, n'uburyo ituma igicu kirabagirana?

16Ubwo se wumva ukuntu ibicu bigenda hejuru nta kibifashe, bikagaragaza ubumenyi butangaje bw'Imana?

17Wowe, imyambaro itangira kotsa, iyo isi igeze ku manywa y'ihangu,

18washobora nka yo kubambika ibicu, maze bikarabagirana nk'umushonge w'icyuma?

19Ngaho nyigisha icyo twabwira Imana, cyahe cyo kajya, ko turi mu mwijima!

20Ese amagambo yanjye hari icyo ayibwiye? Hari ubwo se ihugukira ko umuntu agiye kuvuga?

21Urumuri rugeza aho rukazimira, kubera ibicu birukingirije, nyamara ntibitinda umuyaga urabihuha, bikayoyoka,

22urumuri rukamurikira mu majyaruguru nka zahabu. Imana yisesuyeho icyezezi kidasanzwe,

23ni yo Nyir'ububasha, ntawayigerera, irahebuje mu mbaraga no mu butabera; irangwa n'ubutungane bwinshi, kandi nta we yarenganya.

24Ni yo mpamvu abantu bayitinya, nta n'umwe yitaho mu bibwira ko ari abahanga!

## Yobu 38

### IGISUBIZO CY'UHORAHO

#### Ijambo rya mbere ry'Uhoraho

1Uhoraho asubiriza Yobu mu nkubi y'umuyaga, agira ati

2«Uwo ni nde ubangamiye umugambi wanjye, yishingikirije amagambo ye y'amahomvu?

3Kenyera kigabo rero ukomeze, maze nkubaze, unsubize.

4Igihe naremaga isi wari he? Ngaho bivuge, umva ko uzi ubwenge!

5Imbibi zayo zashyizweho na nde, niba ubizi? Ni nde wayiringanije mu burebure?

6Imfatiro zayo zishingiye kuki? Ni nde wayitereye ibuye yicayeho,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7igihe inyenyeri z'umuseke zahimbarwaga, n'abamalayika b'Imana bose bavuza impundu?

8Ni nde wafatishije inyanja inkombe ebyiri igihe yapfupfunukaga mu nda y'isi;

9maze nkayisesuraho ibicu, nkayikindikiza ibihu bibuditse?

10Nayishingiye urubibi, nyitangiriza inkombe n'ibigomezo,

11ndavuga nti 'Uzagarukira hano, ntuzaharenga; aha ni ho ingufu z'imivumba yawe zizacogorera.'

12Kuva wabaho se, wigeze uha amategeko igitondo, n'umuseke uwubwira igihe ugomba gukebera,

13kugira ngo uturuke isi mu mpande, maze utahure abagome bayiriho?

14Nuko ubutaka buhinduka urugina, rukwira agasozi nk'umwambaro.

15Abagome bo, urumuri rubazimirizwaho, maze uwari ubanguye ukuboko kuravunika.

16Hari ubwo wari wagera ku isoko y'inyanja, cyangwa ngo utembere mu nyenga y'ikuzimu?

17Hari ubwo wigeze ubona imiryango yo kwa Nyirarupfu, cyangwa ngo ubone abarinze iryo rembo?

18Wigeze se uzirikana ukuntu isi ari ngari? Ngaho gira icyo uvuga, niba byose ubizi!

19Waba se uzi aho urumuri rutaha, cyangwa aho umwijima utuye,

20kugira ngo ube wabiyobora iwabyo, kuko waba uzi inzira ibicyura?

21Niba ubizi ni uko icyo gihe wari waravutse, kandi ukaba umaze iminsi!

22Wageze se mu bigega by'urubura, ubona aho amahindu ahunitse?

23Ni yo nateganyirije igihe cy'amakuba, nyagenera iminsi y'imirwano n'intambara.

24Uzi urumuri ruca iyihe nzira, rujya kumurika, umuyaga w'iburasirazuba uzi ukwira ku isi unyuze he?

25Ni nde waciye umuyoboro w'amazi y'imvura, kandi akereka inkuba aho zihindira,

26kugira ngo imvura igwe ahantu hadatuwe, mu butayu butarangwamo umuntu,

27amatongo n'ibisambu byaraye bigasoma, maze ahari ubutayu hagahinduka urwuri?

28Ese ubundi imvura ibyarwa na nde? Naho se amazi y'urume ava he?

29Urubura se ruvuka mu yihe nda, amahindu se yo akomoka kuri nde?

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

30igihe amazi yakomeye nk'ibuye, maze inzuzi zigafatana?

31Washobora se guhuza inyenyeri zo mu kirere, cyangwa ukaba wazitandukanya?

32Ni wowe se umurikisha inyenyeri zo mu gitondo, nyuma ukazimya izo mu
rukerera?

33Ese uzi amategeko agenga ikirere, ku buryo yakurikizwa no ku isi?

34Washobora kugeza ijwi ryawe ku ijuru, ngo uhamagare imvura ikumvire?

35Imirabyo se ishyira nzira ari uko uyohereje, cyangwa imaze kukubwira iti 'Turi
hano'?

36Ni nde wahaye nyirabarazana kwitonda, agaha isake ubwenge ifite?

37Ubara ibicu atibeshya ni nde, agahengekera mu kirere ibigega by'imvura,

38igihe umukungugu utumuka ari mwinshi, n'ibinonko byakomeye nk'amabuye?

39Yaba se ari wowe uhigira intare y'ingore ikiyitunga, ukamara ipfa ibyana byayo,

40iyo bibunze mu ndiri yabyo, byubikiye icyo byafata?

41Ni nde ushakira ikiyoni ikigitunga, iyo ibyana byacyo bitakambira Imana,
bikabungera, byabuze icyo birya?

## Yobu 39

1Uzi se imibyarire y'impongo, cyangwa witegereje uko amasha abigenza abyara?

2Ese wayabariye iminsi ahaka, ngo ube wamenya igihe azabyarira?

3Aca bugufi rero, akabyara, akururuka icyo yahakaga;

4ibyana byayo byamara kugimbuka, bigafata iy'agasozi, bikigendera ubutazagaruka.

5Ni nde washumuye indogobe y'agasozi, akayiha kwigira aho ishaka?

6Ni jye wayigeneye kuba mu rwuri, nyituza mu bigarama by'urwunyunyu.

7Ntiyita ku rusaku rwo mu migi, cyangwa ngo imenwe amatwi n'urwamu
rw'abarinzi.

8Ahubwo itambagira imisozi irishamo, ikagenda ishakashaka urwuri rutoshye.

9Imbogo se yo yakunda ko uyikoresha? Yakwemera se kurara mu kiraro cy'amatungo
yawe,

10cyangwa ko uyishumika ikiziriko mu ijosi? Hari ubwo se washobora kuyihingisha
imirima yawe?

11Wakwiringira se ko ifite imbaraga nyinshi, maze ukayishiburira imirimo yawe?


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12Wakwizera se ko izibwiriza ikaza, ngo ikwanurire imyaka iri ku mbuga?

13Mbuni isabagirana ishema amababa yayo, ikishimira amabara meza ayitatse;

14nyamara iyo yateye amagi yayo ikayarenzaho igitaka, ikayarekeramo ngo yumve ubushyuhe,

15ntiteganya ko hari uwayahonyora, cyangwa inyamaswa yayamenagura.

16Abana bayo ibafata nabi, nk'aho itababyaye, n'iyo bahonyotse ntibababazwa n'uko yagokeye ubusa.

17Ibyo ibiterwa n'uko Imana yayimye ubwenge, nta bumenyi yigeze iyigenera.

18Ariko, iyo irambuye intambwe, igatangira kwiruka, isiga ifarasi n'uyigenderaho.

19Imbaraga ifarasi igira, ni wowe se waziyiteye, umugara ukindikije ijosi ryayo ni wowe se wawuyambitse,

20cyangwa ni wowe uyitera kwikinangura nk'inzige? Iyo yivuganye ishema, ibintu birakangarana.

21Igera mu bigarama, igasaza imigeri, igakataza igana urugamba,

22yabera ntijya itinya ngo igire ubwoba, kandi ntikangwa inkota.

23Iyo imitana iyivugiza hejuru, amacumu yatukuje imbuga n'imyambi ivumera,

24usanga ica ibintu isa n'iyenda kuguruka, maze ihembe ryavuga ntihagire ikiyitangira,

25Iyo ihembe rivuze, na yo ivuza akamo, ikamenyeraho ko urugamba rushotswe, ku ikobe ry'abatware n'induru y'abarwana.

26Harya ni wowe utoza agaca kuguruka, maze kakaboneza iyo mu majyepfo?

27Ni wowe se, utegeka kagoma gutumbagira hejuru, ikarika mu mpinga y'umusozi?

28Urutare yarugize intaho yayo nijoro, ku isonga yarwo aho batayishyikira.

29Iharerekera icyo ishaka kwica, kandi amaso yayo aba yakibonye kare!

30Ibyana byayo ibihaza inyama, aho intumbi ziri, na yo ntihatangwa.»

## Yobu 40

### Igisubizo cya Yobu

1Uhoraho arakomeza, abwira Yobu, ati

2«Umuburanyi wa Nyir'ububasha ntaremera se, ko yatsinzwe? Unyomoza Imana aracyafite icyo asubiza?»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Yobu asubiza Uhoraho, agira ati

4«Ni koko, nakinnye mu bikomeye; nabona nsubiza iki? Ahasigaye ni ugupfuka umunwa ngaceceka.

5Dore imbara navugiye, sinzasubiza; navuze menshi, sinzongera.»

### Ijambo rya kabiri ry'Uhoraho

6Uhoraho asubiza Yobu mu nkubi y'umuyaga, agira ati

7«Kenyera kigabo rero ukomeze, maze nkubaze unsubize.

8Harya ngo ibyo nemeje uzabivuguruza, unshinje, maze untsinde?

9Ese ufite ububasha nk'ubw'Imana, ijwi ryawe se, rirakangaranya nk'iryayo?

10Ngaho rero itamirize ishema n'ububasha, wuzure icyubahiro n'ububengerane,

11ujye ukwiza hose uburakari bwawe, abirasi ubarebe igitsure bacebe,

12ukwiteruyeho wese umucubye, abakugomeye ubarimbure rugikubita,

13maze ubazike mu gitaka, ubafungiranire mu buroko.

14Nanjye ubwanjye nzaguhimbaza, kuko ubutwari bwawe bwagukijije.

15Zirikana ko imvubu nayiremye kimwe nawe, ikaba itunzwe no kurisha nk'imfizi.

16Uzayirebe, imbaraga zayo ziba mu matako, naho ubukaka bwayo bukaba mu gituza.

17Irega umurizo ukagira ngo ni ingiga y'igiti, imitsi y'amatako yayo irasobekeranye.

18Amagufa yayo, wagira ngo akoze mu byuma, amaguru n'amaboko byayo bikomeye nk'umutarimba.

19Irusha imbaraga ibiremwa by'Imana byose, yagizwe umutware w'ibindi bikoko,

20kuko n'imisozi iyihakwaho, kimwe n'ibindi bikoko byose byo mu ishyamba.

21Iryama mu rufunzo, ikabyagira mu ruseke rwo mu bishanga;

22ikugama izuba mu gicucu cyarwo ikikijwe n'ibihuru byo ku ruzi.

23N'iyo uruzi rwuzuye, ntihangayika, n'iyo rwayigera mu menyo, iguma hamwe.

24Hari ushobora kuyinogoramo amaso se, cyangwa ngo ayipfumure amazuru?

25Ese hari uwarobesha ingona urushundura, ngo ayishumike umugozi ku rurimi?

26Uramutse se uyikuruye amazuru, ukayitoboza icyuma urwasaya,

27urakeka ko yagutakambira, ikakubwiza akarimi keza?

28Ubwo se, wagirana na yo isezerano, kugira ngo ikubere umugaragu burundu?

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

29Watinyuka se kuyikinisha nk'akanyoni, cyangwa kuyigiramo igikinisho cy'abakobwa bawe?

30Abarobyi se bayigenera igiciro, maze bakayigemurira abacuruzi?

31Uruhu rwayo se rwatoborwa n'imyambi, cyangwa igihanga cyayo amacumu yacyigerera?

32Uzase n'uyikozaho ikiganza, urebe ukuntu ikwamagana, uzaherako uyizinukwa.

## Yobu 41

1Uzicuza icyatumye uyihangara, kuyikubita amaso byonyine bica intege.

2Nta watinyuka kuyikora mu jisho, kuko ntawakwigerera kuyirwanya.

3Ni nde wigeze ayisagarira, akayihonoka? Nta n'umwe ku isi yose!

4Reka nyitake ibigango byayo, nkubwire ukuntu imbaraga zayo zihambaye.

5Ni nde wigeze ayorosoraho igikoba cyayo, cyangwa ngo ahinguranye uruhu rwayo?

6Ni nde wigeze yasamura urwasaya rwayo? Imikaka yayo iteye ubwoba!

7Umugongo wayo ugizwe n'ingabo zigerekeranye, zihomesheje ubujeni bukomeye nk'ibuye.

8Imwe igiye imatana n'indi, ku buryo nta muyaga wazica hagati.

9Ziramatanye uko zikurikirana, ni urusobe rw'intamenwa..

10Iritsamura, umuriro ukaka, amaso yayo ni nk'umutukurira wo mu museke.

11Mu rwasaya rwayo haba amafumba y'umuriro, ugasanga hatera ibishashi.

12Amazuru yayo aracumbeka, ukagira ngo ni intango y'amazi abira.

13Ihumekera ku bihuru bikababuka, mu rwasaya rwayo hagasohokamo ibishashi by'umuriro.

14Mu gikanu cyayo ni ho imbaraga zayo zagandiye, imbere yayo, ibihari byose bishya ubwoba.

15Urwakanakana rwayo ruratsitse, kandi ntirunyeganyega.

16Umutima wayo ukomeye nk'urutare, cyangwa nk'ibuye ry'urusyo.

17Iyo ibadutse, amazi arahungabana, imivumba y'inyanja igashya ubwoba.

18Ntikangwa inkota, kuko itayitobora, emwe habe n'icumu cyangwa umwambi.

19Kuyitera icumu ni nko kuyikubita akatsi, naho kuyirasa umwambi ni nko kuyitera agati kamunzwe.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[20]Ntitsimburwa n'imyambi y'abakogoto, kuyitera imihumetso ni nko kuyikozaho utwatsi.

[21]Kuyikubita ubuhiri ni nko kuyikirigitisha utwatsi, ntikangwa umuvumero w'icumu.

[22]Ku nda yayo hari ibivuvu bimeze nk'injyo zityaye, aho inyuze mu cyondo yikurura, ihasiga umugendo.

[23]Amazi yo mu marongi iyatera kubiririrana, naho inyanja ikayihindura nk'icyotezo cyaka.

[24]Aho inyuze ihasiga urwererane, ukagira ngo hatwikiriwe n'igicu cyera.

[25]Nta cyo bingana ku isi, yaremwe ari igihangange.

[26]Izishirika ubwoba mu nyamaswa, zirayitinya, iz'intwari zose, yigize umutware wazo.»

## Yobu 42

### Yobu asubiza ubwa nyuma

[1]Yobu asubiza Uhoraho agira ati

[2]«Nzi ko ushobora byose, kandi nta mugambi wawe uburizwamo.

[3]Ni nde wagutambamira, kandi atagira ubwenge? Ni koko, napfuye kuvuga ntasobanukiwe, mpubukira ibitangaza bindenze kandi ntazi.

[4](Tega amatwi, ureke mvuge, ngiye kukubaza, nawe unsubize.)

[5]Ubundi najyaga nkubwirwa mu nkuru, none, nakwiboneye n'amaso yanjye;

[6]ni yo mpamvu nicujije ibyo navuze, ndabyihannye ; dore nicaye mu ivu no mu mukungugu.»

## UMWANZURO

### Yobu asubizwa umunezero yahoranye

[7]Uhoraho amaze kugeza kuri Yobu ayo magambo, abwira Elifazi w'i Temani, ati «Nabarakariye cyane, wowe n'izo ncuti zawe ebyiri, kuko mutamvuze neza nk'uko umugaragu wanjye Yobu yabigenje.

[8]None rero, nimushake ibimasa birindwi n'amasekurume y'intama arindwi, maze musange umugaragu wanjye Yobu. Muzatura igitambo gitwikwa, umugaragu wanjye Yobu abasabire imbabazi. Nzamwumva, maze noye kubahanira ko mutamvuze neza nk'uko Yobu umugaragu wanjye yabigenje.»

[9]Elifazi w'i Temani, Bilidadi w'i Shuwa, na Sofari w'i Nahama, baragenda bakora uko bari bategetswe, maze Uhoraho na we yumva icyo Yobu amusabye.

[10]Igihe Yobu yasabiraga imbabazi incuti ze, Uhoraho yamushubije umunezero we,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

umutungo yahoranye awukuba kabiri.

11Abavandimwe be, bashiki be n'incuti ze za kera, baza kumusura, basangira umugati
mu nzu ye. Baramuririye, banamuhoza agahinda yatewe n'ibyago Uhoraho
yamwoherereje. Buri wese agenda amuha igiceri cya feza, n'impeta ya zahabu.

12Nuko Uhoraho aha Yobu umugisha, urenze ndetse uwo yahoranye. Yatunze intama
ibihumbi cumi na bine, ingamiya ibihumbi bitandatu, ibimasa by'inkone ibihumbi
bibiri, n'indogobe z'amanyagazi igihumbi.

13Yabyaye abahungu barindwi n'abakobwa batatu.

14Umukobwa umwe yamwise «Nyiranuma», uwa kabiri amwita «Bwiza», uwa gatatu
amwita «Mukaburanga».

15Mu gihugu cyose, nta bakobwa beza nk'abo bari bahari. Yobu yabahaye iminani
kimwe na basaza babo.

16Nyuma y'aho, Yobu yabayeho indi myaka ijana na mirongo ine, abona abuzukuru,
abuzukuruza, ageza no ku buvivi.

17Nuko Yobu apfa yisaziye neza, yarabonye ibintu n'ibindi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Zaburi

## Zaburi 1

### Inzira ebyiri mu kubaho k'umuntu

1Hahirwa umuntu udakurikiza inama y'abagiranabi, akirinda inzira y'abanyabyaha, kandi ntiyicarane n'abaneguranyi,

2ahubwo agahimbazwa n'amategeko y'Uhoraho, akayazirikana umunsi n'ijoro!

3Ameze nk'igiti cyatewe iruhande rw'umugezi, kikera imbuto uko igihe kigeze, kandi amababi yacyo ntagire ubwo arabirana; uwo muntu ibyo akora byose biramuhira.

4Naho ku bagiranabi si uko bigenda: bo bameze nk'umurama uhuhwa n'umuyaga.

5Ni cyo gituma ku munsi w'urubanza batazegura umutwe, n'abanyabyaha ntibazajye mu iteraniro ry'intungane.

6Kuko Uhoraho yita ku nzira y'intungane, naho inzira y'abagiranabi ikagusha ruhabo.

## Zaburi 2

### Umwana w'Imana ni we mwami w'isi yose

1Ni iki gituma amahanga asakabaka, n'imiryango ikajujura ibitagira shinge?

2Abami b'isi bahagurukiye icyarimwe, n'abatware bishyira hamwe ngo barwanye Uhoraho n'Intore ye,

3bati «Nimucyo ducagagure ingoyi badushyizeho, tunage kure iminyururu batuboheshejе!»

4Utetse ijabiro mu ijuru, we arabaseka, Uhoraho abaha urw'amenyo.

5Nuko ababwirana uburakari, ubukare bwe burabakangaranya,

6ati «Ni jye wiyimikiye umwami, kuri Siyoni, umusozi wanjye mutagatifu!»

7Reka ntangaze iteka Uhoraho yaciye: yarambwiye ati «Uri umwana wanjye, jyewe uyu munsi nakwibyariye!

8Binsabe, maze nguhe amahanga, abe umunani wawe, n'impera z'isi zibe ubukonde bwawe.

9Uzabamenaguza inkoni y'icyuma, ubajanjagure nk'urwabya rw'umubumbyi.»

10None rero, bami, nimwumvireho, namwe, bacamanza b'isi, mwisubireho!

11Nimukeze Uhoraho, mumufitiye icyubahiro, mupfukamire umwana we mudagadwa;

12naho ubundi yarakara, mukarimbukira mu nzira, kuko uburakari bwe

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

budatindiganya! Hahirwa abamuhungiraho bose.

## Zaburi 3

### Isengesho ry'intungane itotezwa

1*Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi; igihe yahungaga umuhungu we Abusalomu.*

2Uhoraho, mbega ngo abandwanya baraba benshi! Ni benshi bampagurukiye,

3ni benshi bamvugiraho ngo «Nta gakiza ateze ku Mana!» *(guceceka akanya gato)*

4Nyamara wowe, Uhoraho, uri ingabo inkingira; ni wowe shema ryanjye, ni wowe nkesha kwegura umutwe.

5Ndangurura ijwi ngatabaza Uhoraho,maze akansubiriza ku musozi we mutagatifu. *(guceceka akanya gato)*

6Ndaryama ngasinzira, nageraho ngakanguka: igihe cyose Uhoraho ni we unshyigikiye.

7Sintinya icyo gitero cy'abantu bangose impande zose.

8Uhoraho, tabara! Nkiza, Mana yanjye! Ni wowe umena amajigo abanzi banjye bose, abagome ukabakura amenyo.

9Uhoraho,ni wowe utanga umukiro!Umuryango wawe uwuhozaho umugisha! *(guceceka akanya gato)*

## Zaburi 4

### Isengesho rya nimugoroba

1*Igenewe umuririmbisha, ikajyana n'umurya w'inanga. Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

2Igihe ntabaje, jya unsubiza, Mana indenganura; mu magorwa ni wowe unkura ahaga. Gira ibambe, wumve isengesho ryanjye!

3Mwa bantu mwe,muzahereza hehe kunangira imitima,mukunda ibitagira shinge, kandi mukararurwa n'ibinyoma? *(guceceka akanyagato)*

4Mumenye ko Uhoraho yatonesheje umuyoboke we; iyo ntakiye Uhoraho, aranyumva.

5Nimuhinde umushyitsi,mureke gucumura;aho muryamye nimwibaze, maze muceceke. *(guceceka akanya gato)*

6Mujye mutura ibitambo ku buryo bukwiye, kandi mwiringire Uhoraho.

7Hari benshi bajya bavuga ngo «Ni nde uzaduha guhirwa?» Uhoraho, dusakazeho umucyo ugukomokaho!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8Wanshyize mu mutima ibyishimo biruta iby'igihe bari bakize ku ngano no kuri divayi.

9Kubera ko wankungahaje nka bo, ndaryama ngasinzira, kuko wowe wenyine, Uhoraho, ungumisha mu mudendezo.

## Zaburi 5

### Isengesho rya mu gitondo

1*Igenewe umuririmbisha, ikajyana n'umwirongi. Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

2Uhoraho, tega amatwi ibyo nkubwira, ushishikarire kumva amaganya yanjye.

3Hugukira ijwi ryanjye rigutabaza; Mwami wanjye kandi Mana yanjye, ni wowe ntakambira.

4Uhoraho, guhera mu gitondo wumva ijwi ryanjye; kuva mu gitondo ndakwitegura, ngakomeza kuba maso.

5Nta bwo uri Imana yuzura n'ikibi, umugome ntiyakirwa iwawe.

6Umunyagasuzuguro ntaguhinguka imbere; uzirana n'abagizi ba nabi bose,

7ukarimbura abanyabinyoma. Umuntu wese w'umuhendanyi cyangwa w'umwicanyi, Uhoraho nta bwo arebana na we.

8Naho jyewe, ninjira mu nzu yawe, mbikesheje impuhwe zawe nyinshi. Mpfukamana icyubahiro, ndangamiye Ingoro yawe ntagatifu.

9Uhoraho, girira ubutungane bwawe, unyobore, umwaze abahora bangenza, untegurire inzira ushaka ko nyuramo.

10Kuko bo, nta cyakwizerwa cyabava mu kanwa, mu mutima wabo haganje ubugiranabi; umuhogo wabo ni imva yasamye, akarimi kabo ni ibinyoma gusa.

11Mana, gira ubaryoze ibyo byose! Imigambi yabo nibaviremo umutego ubahitana! Bameneshe kubera ibicumuro byabo byinshi, kuko bakugomera!

12Naho abagufiteho ubuhungiro bose bazanezerwa, bahore basabagizwa n'ibyishimo; abakunda izina ryawe uzabarengera, ubahe kuvuza impundu.

13Uhoraho, ni wowe uha intungane umugisha, ineza yawe ikamukingira nk'ingabo.

## Zaburi 6

### Isengesho ryo mu gihe cy'amagorwa

1*Igenewe umuririmbisha, ikajyana n'inanga y'imirya munani. Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

2Uhoraho, mpana utandakariye, nkosora, utabishyizemo ubukare!


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Gira ibambe, Uhoraho, dore nta ntege ngifite; Uhoraho, nkiza, dore amagufa yanjye arajegajega,

4ndahinda umushyitsi umubiri wose. Mbese Uhoraho, amaherezo azaba ayahe?

5Uhoraho, garuka umbohore, nkiza ugiriye impuhwe zawe!

6Koko rero abapfuye ntibakwibuka; ikuzimu se ni nde wagusingirizayo?

7Dore naciwe intege no kuganya. Uko ijoro riguye, umusego wanjye uhinduka amazi, uburiri bwanjye bukajandama kubera amarira.

8Amaso yanjye yahennye kubera agahinda, imboni zanjye zirahondobera ku mpamvu y'abandwanya.

9Nimumve iruhande mwese, mwa bagizi ba nabi mwe, kuko Uhoraho yumvise imiborogo yanjye.

10Uhoraho yumvise uko mutakira, maze yakira amasengesho yanjye.

11Abanyanga nibakorwe n'ikimwaro, bahindagane, bamwarwe bose, basubire inyuma!

## Zaburi 7

### Isengesho ry'intungane itotezwa

1*Ni amaganya ya Dawudi. Yayiririmbiye Uhoraho abitewe na Kushi w'Umubenyamini.*

2Uhoraho Mana yanjye, ni wowe buhungiro bwanjye; ntabara, unkize abankurikirana bose!

3Naho ubundi, barampotora nk'intare, bakantanyaguza, nta we ubatesheje.

4Uhoraho, Mana yanjye, niba narahemutse mu byo nakoze, niba hari ubugome bundangwaho,

5niba narituye inabi uwangiriye neza, nkareka umubisha akabaho,

6nanjye umwanzi azankurikirane,amfate mpiri,andibatire ku butaka nkanuye amaso,anteshe ishema angaragura mu mukungugu! *(guceceka akanya gato)*

7Uhoraho, hagurukana uburakari! Cubya ubukana bw'abandwanya, kanguka, Mana yanjye, wowe ubwiriza umuntu iby'ubutabera.

8Imiryango nikorane igukikize, nawe uganze uyitegeke.

9Uhoraho ni we ucira imanza amahanga! Uhoraho, urancire urubanza ukurikije ubutungane, n'ubuziranenge bwanjye.

10Ubugome bw'abagizi ba nabi nibuhoshe, ukomeze ushyigikire intungane! Koko rero uzi akari mu mutima no mu nda y'umuntu, wowe Mana Nyir'ubutabera.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11Ingabo inkingira ni Imana ubwayo, ari na yo mukiza w'abafite umutima utunganye.

12Imana ni umucamanza utabera, ikaba n'Imana ikangara buri munsi.

13Iyo umugiranabi atigaruye, ityaza inkota yayo, ikabanga umuheto wayo maze igatamika.

14Yegeranya izo ntwaro za kirimbuzi, imyambi yayo ikayivubura ari ibishashi.

15Umugome we, asama inda y'ubugizi bwa nabi, agatwita inda y'ubwicanyi, akabyara ikinyoma.

16Acukura urwobo, akarugira rurerure, ariko uwo mutego akaba ari we uwugwamo!

17Ubugome bwe ni we bukoraho, urugomo rwe rukamugaruka.

18Nzashimira Uhoraho ubutabera bwe, ndirimbe izina ry'Uhoraho, Umusumbabyose.

## Zaburi 8

### Igisingizo cy'Umuremyi wa byose

1*Igenewe umuririmbisha, ikajyana n'inanga y'Abagati. Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

2Uhoraho, Mutegetsi wacu, mbega ngo izina ryawe riramamara ku isi hose! Wowe, Nyir'ikuzo uganje mu ijuru,

3mu minwa y'abana n'iy'ibitambambuga, ni ho wizigamiye ububasha bwo gucubya abakurwanya, no gutsinda umwanzi n'umugome.

4Iyo nitegereje ijuru ryaremwe n'ibiganza byawe, nkareba ukwezi n'inyenyeri wahatendetse,

5ndibaza nti «Umuntu ni iki kugira ngo ube wamwibuka? Mwene muntu ni iki kugira ngo ube wamwitaho?»

6Rwose habuzeho gato ngo umunganye n'imana; umutamiriza ikamba ry'ikuzo n'uburanga,

7umugira umwami w'ibyo waremye, umwegurira byose ngo abitegeke:

8amatungo yose, amaremare n'amagufi, ndetse n'inyamaswa zo mu gasozi,

9inyoni zo mu kirere n'amafi yo mu nyanja, hamwe n'ibyogoga mu mazi byose.

10Uhoraho, Mutegetsi wacu, mbega ngo izina ryawe riramamara ku isi hose!

## Zaburi 9

### Uhoraho atsemba abagiranabi, agakiza abiyoroshya

1*Igenewe umuririmbisha, ikaririmbwa mu majwi y'abana. Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

***Alefu***

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2Uhoraho, ndagushimira n'umutima wanjye wose, ndamamaza ibigwi byawe byose.

3Umpaye kubyina kubera ibyishimo, ndaririmba izina ryawe, wowe Musumbabyose.

***Beti***

4Ndabona abanzi banjye bihinda bahunga, bakadandabirana, bakarimbukira imbere yawe,

5kuko wandengeye, ukamburanira, wicaye ku ntebe y'umucamanza w'intabera!

***Gimeli***

6Wakangaye amahanga, urimbura abatakuyoboka, usibanganya amazina yabo ubudasubirwaho.

7Abanzi warabatsembye, barazima buheriheri, imigi yabo urayisenyagura, iribagirana.

***He***

8Ariko Uhoraho aganje ubuziraherezo, ashinze intebe ye ngo ace imanza.

9Ni we ugengana isi ubutabera, agacira imanza imiryango ari nta ho abogamiye.

***Vawu***

10Uhoraho nabe ubuvunyi bw'abashikamiwe, mu bihe by'amage nababere ubuvunyi.

11Abazi izina ryawe nibakwiringire, Uhoraho, kuko udatererana abagushakashaka!

***Zayini***

12Nimucyo turirimbire Uhoraho, uganje kuri Siyoni, nimwamamaze ibigwi bye mu mahanga!

13Kuko akurikirana uwamennye amaraso, ntabirangarane, ntiyirengagize imiborogo y'abanyabyago.

***Heti***

14Uhoraho, gira ibambe, urebe ibyago ndimo, ni wowe wanzahura, ukankura mu maboko y'urupfu,

15kugira ngo namamaze ibisingizo byawe, nishimire umukiro uguturukaho, ndi mu marembo y'umurwa wa Siyoni.

***Teti***

16Amahanga yaguye mu rwobo yari yacukuye,amaguru yabo afatirwa mu mutego bari bateze.

17Uhoraho yimenyekanyije,aca urubanza,maze umugome aboheshwa ingoyi ze bwite. *(Umunihirizo, guceceka akanya gato)*

***Yodi***

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

18Abagiranabi nibasubire ikuzimu, n'abanyamahanga bose biyibagiza Imana.

***Kofu***

19Ariko, umukene we ntazibagirana burundu, cyangwa ngo amizero y'umunyabyago ayoyoke.

20Uhoraho, haguruka, hoye kugira umuntu wigamba, abanyamahanga nibacirwe urubanza, ubyirebera!

21Uhoraho, kangaranya ayo mahanga akuke umutima, yibuke ko ari abantu gusa! *(guceceka akanya gato).*

## Zaburi 10

***Lamedi***

**(ni iya 9 igikomeza)**

1Nyagasani, ni iki gituma witaza, ukihisha mu bihe by'amage?

2Mu gihe umugiranabi yigamba, indushyi zifatirwa mu mutego yazishandikiye.

***Memu***

3Umugiranabi yirata ko yageze ku ntego ye, kuba yabonye icyo yifuzaga bigatuma atuka Uhoraho akamusuzugura.

***Nuni***

4Umugiranabi ashinga ijosi, agaterera agati mu ryinyo, ngo «Nta Mana ibaho!» Ngubwo ubwenge bwe.

5Igihe cyose ibyo akora biramuhira; n'ubucamanza bwawe buramurenze, abanzi be akabasuzugura bikabije.

***Sameki***

6Akunda kwibwira ngo «Ndi indatsimburwa, no mu bihe bizaza nta cyago kizankoraho.»

***Pe***

7Akanwa ke kuzuye imivumo, ibinyoma n'uburyarya, ajunditse ubugiranabi n'ubugome.

8Yubikira hafi y'insisiro, akihishahisha ngo yice intungane;

***Ayini***

agahora agenza umunyantege nke.

9Arubikira nk'intare ibunze mu gihuru; akubikira ngo asumire umunyabyago, agasumira umunyabyago amuroha mu mutego we.

***Tsade***

10Arabanza akabunda, agatega, maze uko yakabaye akiroha ku banyantege nke,

11yibwira ati «Imana ntibyitaho, yahishe uruhanga rwayo, nta cyo yigera ibona.»

***Kofu***

12Uhoraho, haguruka! Mana, kinga ukuboko, woye kwibagirwa abanyabyago!

13Kuki umugiranabi yasuzugura Imana, akagenda yibwira ngo nta cyo uzamutwara?

***Reshi***

14Nyamara wowe ubona ishavu n'amarira, maze ukiyemeza kubyitaho; umunyantege nke arakwiragiza, kandi n'imfubyi ukayitabara.

***Shini***

15Burizamo ububasha bw'umugiranabi, umuryoze ububi bw'ibyo yakoze, he kuboneka n'agasigisigi k'ubugome bwe.

16Uhoraho ni Umwami w'ibihe byose, abatamuzi bashize mu gihugu cye.

***Tawu***

17Uhoraho, wumva ibyifuzo by'abiyoroshya, ukabakomeza umutima, ugahora ubateze amatwi,

18maze imfubyi n'abaryamirwaga ukabakiranura, kugira ngo ku isi hatazagira umuntu wongera kwigira umuhinza.

## Zaburi 11

### Ukwizera Imana byimazeyo

1*Igenewe umuririmbisha. Iri mu zo bitirira Dawudi.*

Uhoraho ni we buhungiro bwanjye. Mushobora mute rero kumbwira ngo «Hungira ku musozi nk'akanyoni!»

2Dore abagiranabi babanze imiheto, baratamika imyambi yabo ku njishi, kugira ngo barasire intungane mu mwijima.

3Igihe igihugu cyose cyataye umuco, intungane yaba igishoboye iki kandi?

4Uhoraho ari mu Ngoro ye ntagatifu, Uhoraho afite intebe ye y'ubwami mu ijuru; ariko amaso ye ntayakura ku bantu, abasuzumisha indoro ye.

5Uhoraho anyurwa n'intungane, agahigika umugiranabi n'umunyarugomo.

6Abagiranabi azabamanuriraho umuriro n'amahindure! Inkubi y'umuyaga izabe umugabane ubakwiye.

7Koko rero Uhoraho ni intungane, agakunda ubutabera; ab'umutima uboneye ni bo bazamureba.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Zaburi 12

### Imana izahana abanyabinyoma

1 *Igenewe umuririmbisha, ikajyana n'inanga y'imirya munani. Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

2 Uhoraho, tabara! Nta ndahemuka ikibaho, ukuri kwarazimiye mu bantu!

3 Icyabo ni ukwirirwa babeshyana, baryoshya akarimi n'umutima wuje uburyarya.

4 Uhoraho nazibe akanwa k'abanyabinyoma, n'ak'abaryoshya akarimi bose,

5 bavuga ngo «Ijambo ni ryo ntwaro yacu, tuzi kwivugira, ni nde waduhangara?»

6 «Kubera ko abanyantege nke baryamirwa, n'abakene bakanganyira, jyewe ubu ngubu ndahagurutse, — Uwo ni Uhoraho ubivuze—, ntabaye uwo barenganya.»

7 Amagambo y'Uhoraho ni amagambo arongorotse, nka feza iva mu butaka, iyunguruwe karindwi.

8 Uhoraho, ni wowe utwiragiriye: uzaturinda iteka iriya nyoko mbi.

9 Abagiranabi barabungera hose, n'ubwomanzi bukiyongera mu bantu.

## Zaburi 13

### Isengesho ry'utotezwa

1 *Igenewe umuririmbisha. Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

2 Uhoraho, uzahereza hehe kunyibagirwa? Uzampisha uruhanga rwawe kugeza ryari?

3 Nzahereza hehe guhangayika, buri munsi intimba inshengura umutima? Umwanzi wanjye azahereza hehe kunyigambaho?

4 Uhoraho Mana yanjye, irebere maze unsubize! Murikira amaso yanjye, hato ntayabumbirako,

5 maze umwanzi akigamba avuga ati «Ndamuneshejе», n'abandi bandwanya bakishimira ko nabandagaye.

6 Uhoraho, jyewe niringiye ubudahemuka bwawe; umutima wanjye nunezezwe n'umukiro wawe, ndirimbire Uhoraho kubera ibyiza yangiriye!

## Zaburi 14

### Ubugori bw'umuntu utemera Imana

1 *Igenewe umuririmbisha. Iri mu zo bitirira Dawudi.*

Abapfayongo bihaye kuvuga ngo «Nta Mana ibaho!» Bapfuye umutima, biha gukora ibidakwiye, nta n'umwe ugikora neza.

2 Uhoraho, aho ari mu ijuru, yarunamye yerekeje amaso kuri bene muntu, ngo arebe

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

niba hari n'umwe ugifite ubwenge agashakashaka Imana.

3Ariko bose bararindagiye, bahujwe gusa n'ingeso mbi; nta n'umwe ugikora neza,
habe n'umwe rwose!

4Koko abo bagizi ba nabi bose ni ibiburabwenge, bo bihaye kurya imitsi y'umuryango
wanjye, barya icyari kiwutunze, kandi ntibigere basenga Uhoraho.

5None dore batangiye guhinda umushyitsi, kuko Imana ishyigikiye ab'intungane.

6Murannyega amizero y'umunyabyago, nyamara Uhoraho ni we buhungiro bwe.

7Uwazana ngo umukiro wa Israheli uturuke kuri Siyoni! Igihe Uhoraho azagarukira
umuryango we, bene Yakobo bazasagwa n'ibyishimo, bene Israheli banezerwe
bitavugwa!

## Zaburi 15

### Ni nde unogeye Imana ?

1*Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

Uhoraho, ni nde ukwiye kwinjira mu Ngoro yawe, ngo ature ku musozi wawe
mutagatifu?

2Ni umuntu utajorwa mu mibereho ye, agakurikiza ubutabera, kandi akavugisha
ukuri k'umutima we.

3Ni umuntu utabunza akarimi, ntagirire abandi nabi, cyangwa ngo yihe gusebya
mugenzi we.

4Uwo muntu arebana agasuzuguro uwigize ruvumwa, maze akubaha abatinya
Uhoraho; icyo yarahiriye, n'aho cyamugwa nabi, nta bwo yivuguruza.

5Iyo agurije undi, ntamutegaho urwunguko, ntiyemera ruswa ngo arenganye
utacumuye. Ugenza atyo wese, azahora ari indatsimburwa.

## Zaburi 16

### Uhoraho ni we munani wanjye

1*Indirimbo ihebuje, iri mu zo bitirira Dawudi.*

Mana yanjye, unyiragirire kuko ari wowe buhungiro bwanjye.

2Uhoraho ndamubwiye nti «Ni wowe Mutegetsi wanjye, nta mahirwe yandi nagira
atari wowe!»

3Ibigirwamana by'iyi si, bya binyamaboko byanshimishaga, birarushaho gutwara
benshi umutima, bakabyohokaho.

4Ariko jyeweho sinzongera kubitura ibitambo biseswa, nta n'ubwo nzongera


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kubivuga mu mazina bibaho!

5Uhoraho, wowe munani wanjye n'umugabane wanjye, uko nzamera ni wowe ukuzi.

6Umugabane negukanye uranshimishije, umunani nahawe uranejereje.

7Ndashimira Uhoraho ungira inama, ndetse na nijoro umutima wanjye urabinyibutsa.

8Uhoraho mpora muzirikana ubudahwema, ubwo andi iruhande, sinteze guhungabana.

9Ni cyo gituma umutima wanjye unezerewe, amagara yanjye akamererwa neza, n'umubiri wanjye ukadendeza mu ituze;

10kuko utazantererana ngo mpere ikuzimu, kandi ukaba utazemera ko umuyoboke wawe agupfana.

11Uzamenyesha inzira y'ubugingo; hafi yawe ni ho haba umunezero usendereye, iburyo bwawe hakaba umudabagiro udashira.

## Zaburi 17

### Isengesho ry'intungane itotezwa

1*Isengesho, riri mu yo bitirira Dawudi.*

Uhoraho, ndenganura! Nyumva, wite ku maganya yanjye; tega amatwi isengesho ryanjye, ridaturutse mu munwa ubeshya.

2Ba ari wowe uncira urubanza, ijisho ryawe rirebe aho ukuri guherereye!

3Wasuzumye umutima wanjye, ungenzura nijoro, ndetse urangerageza, ntiwagira ikibi unsangana: ururimi rwanjye narurinze gucumura.

4Kugira ngo ngenze nk'abantu bakurikiza amabwiriza yawe, nakomeje kunyura mu nzira wategetse,

5mpamya intambwe mu mayira yawe, ibirenge byanjye ntibyadandabirana.

6Mana yanjye, ndakwiyambaza, kuko unyumva; ntega amatwi, wumve ibyo nkubwira!

7Garagaza impuhwe zawe zahebuje, wowe ukiza abiringira ububasha bwawe, bagahonoka batyo abahagurukiye kubarwanya.

8Urandinde nk'imboni y'ijisho ryawe, umpishe mu gicucu cy'amababa yawe,

9kure y'abanyarugomo banyaze ibyanjye, n'abanzi gica bantangatanze impande zose.

10Umutima wabo wapfukiranywe n'ibinure, umunwa wabo ukavugana agasuzuguro.

11Ngabo baransatiriye, none bamaze kungota; bampozaho ijisho bashaka uko


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bangarika ku butaka.

12Bameze nk'intare ikereye gushihagura, mbese nk'igisimba kibunze mu bwihisho.

13Uhoraho, haguruka! Ubatere, ubahashye! Inkota yawe ninkize umubisha!

14Uhoraho, ukuboko kwawe nikubameneshe, bave mu bantu, bacike mu bantu no ku isi. Uwo ni wo mugabane ubagenewe muri ubu bugingo! Inda yabo niyuzure ibyo wabazigamiye, n'abahungu babo babiboneho babyijute, basigarize n'abana babo bakiri ku ibere.

15Naho jyewe birakwiye ko nzareba uruhanga rwawe; ninkanguka, nzanyurwa n'uburanga bwawe.

## Zaburi 18

### Umwami arashimira Imana akesha gutsinda

1*Igenewe umuririmbisha. Iri mu zo bitirira Dawudi, umugaragu w'Uhoraho.*

*Yabwiye Uhoraho amagambo y'iyi ndirimbo igihe Uhoraho yari amaze kumukiza abanzi be bose bari bamumereye nabi, barimo Sawuli. Nukoaterura agira ati:*

2Uhoraho, ndagukunda, wowe mbaraga zanjye!

3Uhoraho ni we rutare rwanjye, n'ibirindiro byanjye, akaba n'umurengezi wanjye. Ni Imana yanjye, n'urutare mpungiramo, akaba ingabo inkingira, n'intwaro nkesha gutsinda; ni na we buhungiro bwanjye budahangarwa.

4Natabaje Uhoraho, Nyakuberwa n'ibisingizo, maze mbasha gutsinda abanzi banjye.

5Ingoyi z'urupfu zari zandadiye, imivumba ya Beliyali inkura umutima,

6ingoyi z'Ikuzimu zirangota, n'imitego y'urupfu ishandikwa mu nzira nyuramo.

7Nuko mu magorwa yanjye, ntakambira Uhoraho, ntakira Imana yanjye; na we rero, yumvira ijwi ryanjye mu Ngoro ye, imiborogo yanjye imugeraho.

8Nuko isi irahindagana, ihinda umushyitsi, ibitereko by'imisozi birakangarana, birahungabana kubera uburakari bwe.

9Mu mazuru ye hacucumuka umwotsi, mu kanwa ke havubuka umuriro w'inkongi, hasohoka n'amakara agurumana.

10Abogeka ijuru, maze aramanuka, aza arangwa n'igicu kibuditse mu nsi y'ibirenge bye.

11Yicara ku gihu, maze araguruka, agenda ahorera mu nkubi y'umuyaga.

12Umwijima awugira ubwihisho bwe, yitwikira ibicu by'urucukirane: bimeze nk'amazi y'urwijiji.


© 2012, Bible Society of Rwanda.

13Akezezi kamubanza imbere, bya bicu biratamuruka, maze hagwa amahindu n'amakara yaka!

14Uhoraho ahindira mu ijuru nk'inkuba zesa, Usumba byose arangurura ijwi;

15arasa imyambi ye, ikwira hose, arekura imirabyo, maze isakara hose.

16Ubwo indiri y'inyanja irarangara, n'ibitereko by'isi biriyanika, kubera umuririmo wawe, Uhoraho, n'inkubi y'umuyaga uvubutse mu mazuru yawe.

17Nuko aho ari mu ijuru, arambura ukuboko aramfata, ankura mu mazi abira;

18ankiza atyo umwanzi wanjye ukomeye, n'abandwanyaga bandusha amaboko.

19Bari bantanze imbere ku munsi w'amakuba, ariko Uhoraho ambera ikiramiro;

20arangobotora, anshyira ahantu hisanzuye, nuko arankiza, kuko ankunda.

21Uhoraho yangiriye ibikwiranye n'ubutungane bwanjye, ampembera ibikorwa byanjye bizira amakemwa.

22Koko nakomeje inzira z'Uhoraho, nta bwo nigeze mba umuhemu ku Mana yanjye.

23Amategeko yayo yose nayitayeho cyane, sinaca ukubiri n'amabwiriza yayo.

24Nayibereye indakemwa, nirinda igicumuro icyo ari cyo cyose.

25Nuko Uhoraho anyitura ibikwiranye n'ubutungane bwanjye, asanze ibikorwa byanjye bizira amakemwa.

26Uw'indahemuka, umubera indahemuka, uw'indakemwa, ukamubera indakemwa.

27Uw'intungane ukamubera intungane, naho uw'incabiranya, ukamurusha ubwenge.

28Imbaga yasuzuguwe, ni wowe uyiha gutsinda, naho abibonabona ukabakoza isoni.

29Uhoraho, ni wowe uncanira itara; Mana yanjye, ngaho mbonesherereza mu mwijima ndimo.

30Iyo turi kumwe, nsanganira igitero; iyo ndi kumwe n'Imana yanjye, nsimbuka inkike zihanitse.

31Inzira y'Imana ntihinyurwa na gato, ijambo ry'Uhoraho ntirikemangwa; ni we ngabo ikingira abamuhungiraho bose.

32None se, ni nde Mana uretse Uhoraho? Ni nde Rutare twisunga usibye Imana yacu?

33Iyo Mana ni yo intera imbaraga, ikantunganyiriza inzira nyuramo,

34ikampa kunyaruka nk'impara, maze ikampagarika mu bitwa by'imisozi.

35Ni yo intoza kurwana, maze amaboko yanjye akamenya gufora umuheto w'icyuma.

36Nyagasani, umpa ingabo y'indatsimburwa, ukuboko kwawe kurandamira,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

unyitaho maze ukantera inkunga.

37Intambwe zanjye uzagurira inzira, maze intege zanjye ntizidandabirane.

38Ubu iyo nirukanye abanzi, ndabashyikira, maze simpindukire ntabatsembye.

39Ndabacocagura, ntibashobore kubyutsa umutwe, bakarambarara mu nsi y'ibirenge byanjye.

40Wanteye imbaraga zo kubatsinda, none abandwanyaga, ubu barampfukamiye.

41Abanzi banjye, watumye bavumwa barahunga, maze abari bampagurukiye ndabatsemba.

42Baratabaza, ariko ntihagira ubavuna, batakira Uhoraho ariko ntiyabasubiza.

43Nabahinduye nk'umukungugu utumurwa n'umuyaga, maze mbaribata nk'icyondo cyo mu nzira.

44Undinda imyivumbagatanyo ya rubanda, ukangira umutware w'amahanga; none imbaga y'abantu ntari nzi ndayihatse.

45Abahungu b'abanyamahanga bampatsweho, mvuga ijambo rimwe bakanyumvira.

46Abanyamahanga bacitse intege, basohoka mu buhungiro bwabo badagadwa.

47Uhoraho arakabaho! We Rutare nisunga, aragasingizwa! Imana nkesha umukiro niharirwe umutsindo,

48iyo Mana yamporeye, ikanyegurira ibihugu ngo mbitegeke!

49Wankijije abanzi banjye, ndetse umpa guhashya abansembuye, kandi unkiza abantu b'abanyarugomo.

50Ni cyo gituma ngushimira, Uhoraho, rwagati mu mahanga, maze nkaririmba nshimagiza izina ryawe,

51mvuga nti «Agwiriza imitsindo umwami yimitse, agatonesha uwo yasize amavuta y'ubutore, ari we Dawudi n'abamukomokaho iteka ryose.»

## Zaburi 19

### Igisingizo cy'Uhoraho Nyir'ibiremwa n'akamaro k'amategeko ye

1*Igenewe umuririmbisha. Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

2Ijuru ryamamaza ikuzo ry'Imana, n'ikirere kikagaragaza ibyiza yakoze.

3Umunsi ubwira undi munsi inkuru yabyo, ijoro rikabimenyesha irindi joro.

4Nanone, nta nkuru, nta n'amagambo, kuko ijwi ryabyo ritumvikana!

5Ariko ku isi hose urusobe rwabyo rurigaragaza, n'imvugo yabyo ikagera ku mpera


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

z'isi. Hejuru iyo kure, ni ho Imana yashingiye ihema izuba;

6maze na ryo, ak'umukwe usohotse mu nzu y'ubugeni, rikishimira gukataza mu nzira
yaryo.

7Rirasira ku mpera imwe y'ijuru, rigataha ku yindi mpera, ubushyuhe bwaryo
ntibugire aho busiga.

8Itegeko ry'Uhoraho ni indakemwa, rikaramira umutima. Amabwiriza y'Uhoraho ni
amanyakuri, abacisha make akabungura ubwenge.

9Amateka y'Uhoraho araboneye, akanezereza umutima; amategeko y'Uhoraho ni
uruhehemure, akamurikira umuntu.

10Igitinyiro cy'Uhoraho kiraboneye, kigahoraho iteka ryose. Ibyo Uhoraho yemeje ni
amanyakuri, byose biba bitunganye.

11Bikwiriye kwifuzwa kurusha zahabu, kurusha ikirundo cya zahabu iyunguruye;
biryohereye kurusha ubuki, kurusha ubuki bw'umushongi bukiva mu binyagu!

12Ni cyo gituma umugaragu wawe abikesha kwitonda, kubikurikiza bikamugirira
akamaro.

13Ni nde wamenya amakosa yose yakoze? Nyagasani, urangire umwere w'ibyaha
ntiyiziho.

14Kandi urarinde umugaragu wawe abirasi, ntibakangireho ububasha! Ubwo rero
nzaba intungane rwose, n'umwere w'igicumuro gikomeye.

15Amagambo mvuga, n'ibyo umutima wanjye uzirikana, nibijye bikunogera, wowe
Uhoraho, Rutare nisunga n'umurengezi wanjye!

## Zaburi 20

### Isengesho ryo gusabira umwami

1*Igenewe umuririmbisha. Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

2Uhoraho arajye akumva ku munsi w'amage, izina ry'Imana ya Yakobo
rirakurengere!

3Arakoherereze ubuvunyi buturutse mu ngoro ye, aho ari i Siyoni agushyigikire!

4Aribuke amaturo yawe yose, ashime igitambo cyawe gitwikwa!

5Araguhe icyo umutima wawe wifuza, akurangirize imigambi yawe yose!

6Ubwo rero natwe tuzavuza impundu kuko watsinze, izina ry'Imana yacu
turitwareho ibendera. Uhoraho arakore ibyo usabye byose!

7Ubu ndabimenye: Uhoraho aha intore ye gutsinda; aho ari mu ngoro ye yo mu ijuru

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

arayumva, akayiha gutsinda, ibikesheje ukuboko kwe.

8Bamwe biringira ibigare by'intambara, abandi bakiringira amafarasi y'urugamba, naho twebwe twiringira izina ry'Uhoraho Imana yacu, akaba ari we twiyambaza.

9Bo barahindagana, bakagwa, naho twebwe turahagarara, tukemarara.

10Uhoraho, uraduhere umwami kuganza, kandi natwe ujye utwumva igihe tukwiyambaje.

## Zaburi 21

### Isengesho ryo gushimira Imana ibyiza yagiriye umwami

1*Igenewe umuririmbisha. Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

2Uhoraho, umwami wacu anejejwe n'ububasha bwawe; mbega ngo arishimira ubuvunyi bwawe!

3Wamuhaye icyo umutima we wifuzaga,ntiwamwima icyo isengesho rye ryasabaga. *(guceceka akanya gato)*

4Kuko wamusanganije imigisha n'ihirwe, maze ukamwambika ikamba rya zahabu inoze.

5Ubugingo yagusabaga, warabumuhaye, umuha kuzaramba ubuziraherezo.

6Ubuvunyi bwawe bwamuhesheje ikuzo ryinshi, umwungikanyaho icyubahiro n'ishema.

7Wamugize Ruhabwamigisha iteka ryose, iruhande rwawe ahabonera ibyishimo.

8Rwose, umwami wacu yiringiye Uhoraho, kandi ubuntu bw'Imana Isumba byose buzamugira indatsimburwa.

9Ikiganza cyawe kizafata mpiri abakurwanya bose, ukuboko kwawe gufate mpiri abakwanga bose;

10nuhinguka, bazahinduka nk'umuriro w'itanura. Mu burakari bwe, Uhoraho azabaroha mu nyenga, maze umuriro ubatwike, bakongoke.

11Imbuto yabo, uzayitsemba ku isi, n'inyoko yabo uyirimbure mu bantu.

12N'aho baramuka bashatse kukugirira nabi, uwo mugambi bakawunoza, nta cyo bazashobora na busa;

13kuko uzabatera guhunga, ukabanga umuheto wawe, maze ukabavuza imyambi.

14Uhoraho, hagurukana ububasha bwawe, maze tuzaririmbe, ducurange ibigwi by'ubutwari ugira.

## Zaburi 22


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Isengesho ry'umuyoboke w'Imana uri mu magorwa

1*Igenewe umuririmbisha. Bayiririmba bakurikije injyana y'iyitwa*
*«Imparakazi yo mu museke». Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

2Mana yanjye, Mana yanjye, ni iki cyatumye untererana ? Uri kure, ntuntabara;
ndatakamba ntiwumve!

3Mana yanjye, ku manywa nririrwa ntabaza, ariko ntunsubize, ndetse na nijoro
sinigera nduhuka.

4Nyamara ni wowe Nyir'ubutagatifu, ugahora usingizwa na Israheli!

5Abakurambere bacu bajyaga bakwiringira, bajyaga bakwiringira, maze nawe
ukabakiza.

6Iyo bagutakiraga warabumvaga bakarokoka, barakwiringiraga, ntibakorwe
n'ikimwaro.

7Jyeweho ariko sinkiri umuntu, nsigaye ndi nk'umunyorogoto; nabaye igiterashozi
mu bantu, rubanda bakampa akato.

8Abambonye bose barankwena, bakampema kandi bakazunguza umutwe,

9bavuga bati «Ko yiringira Uhoraho, ngaho namubohore! Ngaho namukize, umva ko
amukunda!»

10Ni wowe wanyivaniye mu nda ya mama, unshyira mu maboko ye ngo mererwe
neza.

11Ni wowe neguriwe kuva nkivuka, uba Imana yanjye kuva nkiva mu nda ya mama.

12None rero, wimba kure, kuko nagirijwe n'amagorwa, nkaba ndafite kirengera!

13Dore ibimasa byinshi byica birankikije, dore amapfizi y'i Bashani yantangatanze;

14binshinyikiye ibyinyo, boshye intare zishihagura, ari na ko zitontoma.

15Amagara arancika nk'amazi atemba, ingingo zanjye zose zarekanye. Umutima
wanjye umeze nk'ibishashara, uranshongera mu nda nyirizina.

16Umuhogo wanjye wumiranye nk'urujyo, ururimi rwanjye rumfata mu nkanka:
ahasigaye ni aho kundenzaho agataka!

17Rwose, imbwa nyamwinshi zankubakubye, igitero cy'abagiranabi cyantaye hagati.
Bamboshye ibiganza n'ibirenge,

18amagufwa yanjye yose nayabara! Baranyitegereza, bakanshungera,

19bigabanyije imyambaro yanjye, igishura cyanjye bakigiriraho ubufindo.

20None rero, Uhoraho, ntumbe kure, wowe, mbaraga zanjye, banguka untabare!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

21Rinda amagara yanjye ubugi bw'inkota, gira ungobotore mu majanja y'imbwa;

22unkure mu rwasaya rw'intare, ungobotore mu mahembe y'imbogo!

23Nzogeza izina ryawe mu bo tuva inda imwe, ngusingirize mu ruhame rw'ikoraniro,

24nti «Yemwe, abubaha Uhoraho, nimumusingize! Yemwe, bene Yakobo mwese, nimumukuze! Yemwe, bene Israheli mwese, nimumutinye!»

25Kuko atigeze yirengagiza cyangwa ngo yinube umunyabyago wazahajwe n'ubutindahare, ngo amuhishe uruhanga rwe, ahubwo akamwumva igihe amutakiye.

26Nyagasani, ni wowe nzaharira ibisingizo byanjye mu ikoraniro rigari; imbere y'abagutinya, nzubahiriza amasezerano nakugiriye.

27Abakene bazarya, maze bahage, abashakashaka Uhoraho bazamusingiza, babwirana bati «Murakarama mwese, munezerwe ubuziraherezo!»

28Isi yose, aho iva ikagera, izabyibuka maze igarukire Uhoraho, imiryango yose y'amahanga imupfukamire;

29kuko ubwami ari ubw'Uhoraho, akaba ari we ugenga amahanga.

30Abakomeye bose bo ku isi baramupfukamiye, ababereyeho kuzapfa bose bemeye kumugandukira.

31Urubyaro rwabo ruzamukeza, ruzamenyekanye Uhoraho mu bisekuruza bizaza;

32ruzamamaza ubutungane bwe, imbaga izavuka nyuma ruyitekerereze ibyo Uhoraho yakoze.

## Zaburi 23

### Uhoraho, umushumba mwiza

1*Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

Uhoraho ni we mushumba wanjye, nta cyo nzabura!

2Andagira mu rwuri rutoshye, akanshora ku mariba y'amazi afutse, maze akankomeza umutima.

3Anyobora inzira y'ubutungane, abigiriye kubahiriza izina rye.

4N'aho nanyura mu manga yijimye nta cyankura umutima, kuko uba uri kumwe nanjye, inkoni yawe y'ubushumba intera ubugabo.

5Imbere yanjye uhategura ameza, abanzi banjye bareba, ukansiga amavuta mu mutwe, inkongoro yanjye ukayisendereza.

6Koko ineza n'urukundo byawe biramperekeza, mu gihe cyose nzaba nkiriho. Nanjye rero nzaza niturire mu Ngoro y'Uhoraho, abe ari ho nibera iminsi yose.

## Zaburi 24

### Uhoraho atahana ishya mu Ngoro ye

1 *Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

Isi ni iy'Uhoraho, hamwe n'ibiyirimo, yose ni iye, hamwe n'ibiyituyeho byose.

2 Ni we wayitendetse hejuru y'inyanja, anayitereka hejuru y'inzuzi ubutayegayega.

3 Ni nde uzazamuka ku musozi w'Uhoraho, maze agahagarara ahantu he hatagatifu?

4 Ni ufite ibiganza bidacumura, n'umutima usukuye, ntararikire na busa ibintu by'amahomvu, kandi ntarahire ibinyoma.

5 Uwo azabona umugisha w'Uhoraho,n'ubutungane bukomoka ku Mana umukiza we.

6 Bene abo ni bo bagize ubwoko bw'abamushaka,bagashakashaka uruhanga rwawe, Mana ya Yakobo. *(guceceka akanya gato)*

7 Marembo, nimwaguke, namwe miryango ya kera na kare, nimukinguke, maze hinjire umwami wuje ikuzo!

8 Uwo mwami wuje ikuzo yaba ari nde? Ni Uhoraho, Umunyabubasha, Umudatsimburwa, ni Uhoraho, Umudatsimburwa ku rugamba.

9 Marembo,nimwaguke,namwe miryango ya kera na kare,nimukinguke,maze hinjire umwami wuje ikuzo!

10 Uwo mwami wuje ikuzo yaba ari nde?Uhoraho,Umutegeka w'ingabo,ni we mwami wuje ikuzo. *(guceceka akanya gato)*

## Zaburi 25

***Alefu***

### Isengesho rivugwa igihe cy'amakuba

1 *Iri mu zo bitirira Dawudi.*

Uhoraho, ni wowe umutima wanjye urangamiye.

2 Ni wowe niringiye, Mana yanjye.

***Beti***

Ndakwiragije, sinzakorwe n'ikimwaro, n'abanzi banjye ntibazanyishimeho!

***Gimeli***

3 Ntihakagire n'umwe mu bakwiringira ukorwa n'ikimwaro, ahubwo abaguhemukaho nta mpamvu bazabe ari bo bakorwa n'isoni!

***Daleti***

4 Uhoraho, menyesha inzira zawe, untoze kugenda mu tuyira twawe.

***He***


© 2012, Bible Society of Rwanda.

5Nyobora mu kuri kwawe kandi ujye umbwiriza, kuko ari wowe Mana nkesha umukiro wose.

***Vawu***

Iminsi yose ni wowe niringira.

***Zayini***

6Uhoraho, ibuka ineza n'urukundo wagaragaje kuva kera na kare.

***Heti***

7Ntiwite ku byaha n'amafuti nakoze nkiri muto, ahubwo unyiteho ukurikije impuhwe zawe, ugirire ubuntu bwawe, Uhoraho.

***Teti***

8Uhoraho agwa neza kandi ni indakemwa, ni cyo gituma abanyabyaha abagarura mu nzira nziza.

***Yodi***

9Abiyoroshya abaganisha ku butungane, abacisha make akabatoza kunyura mu nzira ye.

***Kafu***

10Amayira yose y'Uhoraho ni urukundo n'ubudahemuka, akabigirira abakomera ku isezerano rye no ku mategeko ye.

***Lamedi***

11Girira izina ryawe, Uhoraho, maze umbabarire ibicumuro byanjye, kuko bikabije!

***Memu***

12Niba hari umuntu waba atinya Uhoraho, Uhoraho amwereka inzira agomba kunyura.

***Nuni***

13Umutima we uhorana ihirwe, n'abamukomokaho bakazatunga igihugu.

***Sameki***

14Ibanga ry'Uhoraho ribwirwa abamutinya, maze akabamenyesha isezerano rye.

***Ayini***

15Amaso yanjye mpora nyahanze Uhoraho, kuko ari we ugobotora amaguru yanjye mu mutego.

***Pe***

16Nyerekezaho amaso yawe, ungirire imbabazi, kuko ndi inkeho nkaba n'umunyabyago.

***Tsade***


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17Akababaro mfite mu mutima ntikagira urugero, gira umvane mu magorwa ndimo.

***Kofu***

18Reba akaga n'imiruho mfite, maze unkize ibyaha byanjye byose!

***Reshi***

19Reba ukuntu abanzi banjye ari benshi cyane, n'ukuntu banyanga urunuka.

***Shini***

20Rinda amagara yanjye, undokore, singakorwe n'ikimwaro ngufiteho ubuhungiro.

***Tawu***

21Ubuziranenge n'umurava birankomeze, kuko ari wowe niringiye, Uhoraho.

22Mana, gira ubohore Israheli, uyikure mu magorwa yayo yose!

## Zaburi 26

### Isengesho ry'umuntu utacumuye

1*Iri mu zo bitirira Dawudi.*

Uhoraho, ndenganura, kuko ndi indakemwa mu mibereho, nkaba nizeye Uhoraho ubutagoragora.

2Uhoraho, nsuzuma, ndetse nushaka ungerageze, maze usukure ubura bwanjye n'umutima wanjye;

3urukundo rwawe ni rwo mpora ndangamiye, kandi nkagenda nkurikiye ukuri kwawe.

4Sinigeze nicarana n'abanyabinyoma, cyangwa ngo ngenderere abantu b'indyarya;

5nzirana n'aho abagiranabi bateraniye, sinigeze nicarana n'abagomeramana.

6Nkaraba ibiganza byanjye, mpamya ko ndi umwere, kugira ngo mbone ubwegera urutambiro rwawe, Uhoraho,

7maze nkagenda mpanitse indirimbo zigusingiza, kandi ari na ko ntondagura ibitangaza byawe byose.

8Uhoraho, nkunda cyane Ingoro uganjemo, aho hantu ikuzo ryawe rituye.

9None rero, ntunshyire mu rwego rumwe n'abanyabyaha, cyangwa ngo unshyire hamwe n'abantu b'abicanyi.

10Dore ibiganza byabo birarangwa n'ishyano bakoze, n'ukuboko kwabo kw'indyo gucigatiye za ruswa.

11Naho jyewe mpora ngendana ubudahemuka; Uhoraho, nkiza, ungirire ibambe.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[12]Ikirenge cyanjye gihora gishinze ahantu hategamye, ngasingiriza Uhoraho mu materaniro.

## Zaburi 27

### Uri kumwe n'Imana nta cyo yikanga

[1]*Iri mu zo bitirira Dawudi.*

Uhoraho ni urumuri rwanjye n'agakiza kanjye, ni nde wantera ubwoba? Uhoraho ni urugerero rw'ubugingo bwanjye, ni nde wankangaranya?

[2]Igihe abagiranabi bampagurukiye kugira ngo bandye mbona, abo banzi banjye bandwanya, ni bo ahubwo badandabirana, bakitura hasi!

[3]Kabone n'aho igitero cyose cyaza, kigashinga ingando kinyibasiye, umutima wanjye nta bwoba wagira na busa; n'aho intambara yarota, nakomeza kwizera.

[4]Ikintu kimwe nasabye Uhoraho, kandi nkaba ngikomeyeho, ni ukwiturira mu Ngoro y'Uhoraho, iminsi yose y'ukubaho kwanjye, kugira ngo mpore nirebera uburanga bw'Uhoraho, kandi nite ku Ngoro ye ntagatifu.

[5]Koko rero, igihe cy'amage, ampa aho nikinga mu nzu ye, akampisha mu bwihugiko bw'ihema rye, akanshyira ahantu hakomeye nk'urutare.

[6]None ubu ngubu umutwe wanjye uremaraye, ku buryo ndebera ku rutugu abanzi bankikije. Ngiye mu Ngoro ye nakereye gutura ibitambo, ndirimbire Uhoraho kandi mucurangire.

[7]Uhoraho, umva ijwi ryanjye, ndagutakira; gira ibambe, unsubize!

[8]Umutima wanjye wanyibukije ijambo ryawe, wowe wavuze uti «Nimushakashake uruhanga rwanjye!» None rero, Uhoraho, ni rwo nshakashaka,

[9]ntumpishe uruhanga rwawe! Wirakara ngo uhinde umuyoboke wawe, ni wowe muvunyi wanjye; ntunzinukwe ngo untererane, wowe Mana nkesha agakiza!

[10]N'aho data na mama bantererana, Uhoraho we yanyakira!

[11]Uhoraho, nyereka inzira yawe, unyuze mu nzira iboneye, n'ubwo hariho abanyubikiriye.

[12]Ntungabize ababisha banjye bandwaye inzika; dore abashinjabinyoma banyibasiye, bariho barancumbira urugomo.

[13]Nyamara jye nizeye kuzabona ubugiraneza bw'Uhoraho, mu gihugu cy'abazima.

[14]Ihangane, wizigire Uhoraho, ukomeze umutima, ube intwari! Rwose, wiringire Uhoraho!

## Zaburi 28


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Ugutakamba no gushimira

1*Iri mu zo bitirira Dawudi*

Uhoraho, ndagutabaza, Rutare rwanjye, ntiwice amatwi! Kuko uramutse wicecekeye ntunyumve, nasigara ndi nk'indembe iraye iri bupfe!

2Umva ijwi ryanjye ritakamba igihe ngutakiye, n'igihe nerekeje ibiganza byanjye ku Ngoro yawe ntagatifu.

3Ntunkumbane n'abagomeramana, cyangwa hamwe n'abagizi ba nabi, bavugana iby'amahoro n'abaturanyi babo, nyamara mu mitima yabo haganje ububisha.

4Urabahe ibikwiranye n'imigirire yabo, mbese ukurikije ububisha bw'ibikorwa byabo; ubagenzereze ibikwiranye n'ibyo bakora, ubiture ikibakwiriye!

5Ubwo batitaye ku byo Uhoraho yakoze, ngo bahugukire ibikorwa by'amaboko ye, nabararike hasi ubutazabegura.

6Nihasingizwe Uhoraho, kuko yumvise ijwi ryanjye rimutakambira!

7Uhoraho ni we maboko yanjye n'ingabo nikingira, umutima wanjye waramwiringiye, maze arantabara. Ndasimbagizwa n'ibyishimo byansabye umutima, maze nkamushimira muririmbira.

8Uhoraho ni we mbaraga z'umuryango we, ni we buhungiro bukiza intore ye.

9Kiza umuryango wawe, uhe umugisha abo wagize imbata zawe; babere umushumba, uzahore ubaragiye iteka!

## Zaburi 29

### Igihe Imana yigaragaje mu nkuba zesa

1*Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

Nimwegurire Uhoraho, bana b'Imana, nimwegurire Uhoraho ikuzo n'ububasha!

2Nimwegurire Uhoraho ikuzo rikwiriye izina rye! Nimupfukamire Uhoraho, kuko yagaragaje ubutagatifu bwe!

3Ijwi ry'Uhoraho rihindiye hejuru y'amazi, Imana Nyir'ikuzo ihindishije inkuba, Uhoraho ahindiye hejuru y'amazi magari.

4Ijwi ry'Uhoraho rivuganye ubukaka, ijwi ry'Uhoraho rivuganye ubuhangare.

5Ijwi ry'Uhoraho rihwanyagura ibiti by'amasederi, Uhoraho agakonyagura amasederi yo muri Libani.

6Arakinagiza Libani nk'inyana y'umutavu, n'ibisi bya Siriyoni nk'ishashi y'imbogo.

7Ijwi ry'Uhoraho riravundereza ibishashi by'umuriro.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8Ijwi ry'Uhoraho ritera ubutayu gutigita, Uhoraho atera ubutayu bw'i Kadeshi gutenguka.

9Ijwi ry'Uhoraho rirakangaranya impara ziriho zibyara, rigakokora amashyamba. No mu Ngoro ye, byose bikavuga ngo «Habwa ikuzo!»

10Uhoraho aganje hejuru y'umwuzure, Uhoraho atetse ijabiro ari umwami iteka.

11Uhoraho azaha umuryango we kugira amaboko, Uhoraho azaha umuryango we umugisha wuje amahoro.

## Zaburi 30

### Gushimira Imana nyuma y'amakuba akomeye

1*Iyi zaburi ni indirimbo ijyana n'iyegurirwamana ry'Ingoro. Iri mu zo bitirira Dawudi.*

2Ndakurata, Uhoraho, kuko wampaye kwegura umutwe, maze ntureke abanzi banjye banyigambaho.

3Uhoraho, Mana yanjye, naragutakiye, maze urankiza;

4Uhoraho, wanzamuye ikuzimu, maze ungarurira kure nenda gupfa.

5Nimucurangire Uhoraho, mwebwe abayoboke be, mumwogeze muririmba ubutungane bwe;

6kuko uburakari bwe butamara akanya, naho ubutoneshe bwe bugahoraho iteka; ijoro ryose riba amarira gusa, ariko igitondo kigatangaza impundu z'ibyishimo.

7Jyewe, mu mudendezo narimo, naravugaga, nti «Nta giteze kumpungabanya bibaho!»

8Uhoraho, ku neza yawe, wari waranshyize ahirengeye. Ariko ugeze aho umpisha uruhanga rwawe, maze ndakangarana.

9Ni bwo rero, Uhoraho, ngutabaje, ntakambira Umutegetsi wanjye,

10nti «Wakunguka iki mbuze ubuzima? Mpfuye bakampamba byakumarira iki? Mbese hari ubwo umukungugu wabasha kugusingiza, ukamamaza ubudahemuka bwawe?

11Uhoraho rero, nyumva, ungirire ibambe; Uhoraho, urambere umuvunyi!»

12Nuko amaganya yanjye uherako uyahindura imbyino, ikigunira nari nambaye ugisimbuza imyenda y'ibirori.

13Ni yo mpamvu umutima wanjye uzakuririmba ubudatuza, Uhoraho Mana yanjye, nzagusingiza iteka ryose.

## Zaburi 31


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Isengesho ry’umuntu uri mu kaga

[1]*Igenewe umuririmbisha. Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

[2]Uhoraho, ni wowe buhungiro bwanjye, singateterezwe bibaho! Girira ubutabera bwawe, maze umbohore;

[3]ntega amatwi, maze ubanguke untabare! Mbera urutare rukomeye, n’urugo rucinyiye nzakiriramo.

[4]Koko rero ni wowe rutare rwanjye n’ingabo inkingira; nyobora, undandate ubigiriye kubahiriza izina ryawe.

[5]Ngobotora mu mutego banteze, kuko ari wowe mbaraga zanjye.

[6]Nshyize ubugingo bwanjye mu maboko yawe; ni wowe uncungura, Uhoraho, Mana nyir’ukuri.

[7]Nanga abayoboka ibigirwamana bitagira shinge, jyeweho niringira Uhoraho wenyine.

[8]Nzabyina nishimira cyane ubudahemuka bwawe, kuko wabonye akaga ndimo, ukamenya amagorwa yanjye.

[9]Ntiwantaye mu maboko y’umwanzi, ahubwo wampaye gushinga ibirindiro, unshyira ahagutse.

[10]Ngirira ibambe, Uhoraho, dore ndi mu kaga; amaso yanjye arahondobera kubera agahinda, umuhogo n’amara na byo byashengutse.

[11]Ubuzima bwanjye buhereye mu kababaro, imyaka y’ukubaho kwanjye ishiriye mu maganya. Kubera ko nacumuye byatumye imbaraga zanjye zikendera, n’amagufwa yanjye aramungwa.

[12]Abanzi banjye bose barampundazaho ibitutsi, n’abaturanyi banjye ntibakincira akari urutega. Incuti zanjye z’amagara nsigaye nzitera ishozi, abo duhuriye mu nzira barambona bagahunga.

[13]Nsigaye naribagiranye nk’uwapfuye, meze nk’akabindi kasandaye.

[14]Numva rubanda bamvuga nabi ngo «Yaciye igikuba hirya no hino!» Nuko bishyira hamwe barankomanyiriza, bajya imigambi yo kuncuza ubugingo.

[15]Ariko ndakwiringiye, Uhoraho, ndavuga nti «Imana yanjye ni wowe!»

[16]Ibihe byanjye biri mu kiganza cyawe, ngaho rero ngobotora mu maboko y’abanzi banyibasiye!

[17]Uruhanga rwawe nirumurikire umugaragu wawe, maze unkize ugiriye impuhwe zawe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

18Uhoraho, ntunkoze isoni kandi ari wowe niyambaje, ahubwo abagome abe ari bo bakorwa n'ikimwaro, baruce barumire nk'abagiye ikuzimu!

19Iminwa ibeshya iragahinduka ibiragi, yo ivuga nabi intungane ibishyizemo ubushizi bw'isoni, ubwirasi n'agasuzuguro!

20Mbega ukuntu ibyiza wageneye abagutinya ari byinshi! Ubiha abo ubereye ubuhungiro bose, kandi ukabibagwizaho rubanda rwose rubyirebera.

21Ubishyingura aho uhisha uruhanga rwawe, kure y'ubutiriganya bw'abantu, ukabibika ahiherereye, kure y'uruvugo rw'abantu.

22Nihasingizwe Uhoraho, kuko ku neza ye yankoreye ibitangaza, none nkaba ndi mu mugi ucinyiye!

23Naho jyewe nari nataye umutwe, mvuga nti «Nirukanywe kure y'amaso yawe.» Nyamara wumvise amaganya yanjye, igihe nagutabazaga.

24Nimukunde Uhoraho, mwebwe abayoboke be mwese! Uhoraho arinda abamwemera, naho abamushingana ijosi akabaha agera.

25Nimukomere kandi mwireme agatima, mwebwe mwese abizera Uhoraho!

## Zaburi 32

### Amahirwe y'umuntu wababariwe ibyaha bye

1*Iri mu zo bitirira Dawudi. Ni inyigisho.*

Hahirwa umuntu wababariwe igicumuro cye, icyaha yakoze kikarenzwa amaso!

2Hahirwa umuntu Uhoraho adahamya icyaha yakoze, n'umutima we ntugire uburiganya.

3Igihe cyose nakomeje kukizinzika, umubiri wanjye wagiye ushonga, waciwe intege n'iminiho ya buri munsi,

4kuko ukuboko kwawe kwanshenguraga amanywa n'ijoro,ubuzima bwanjye bukayonga nk'ubukubiswe n'icyunzwe cyo mu cyi. *(guceceka akanya gato)*

5Ni bwo rero nkwirezeho icyaha cyanjye,sinazinzika amafuti yanjye.Naravuze nti «Ngiye kubwira Uhoraho ibicumuro byanjye»,maze nawe untura umutwaro w'ibyaha byanjye. *(guceceka akanya gato)*

6Ni ko ugenzereza umuyoboke wese ukwiyambaje, igihe cyose aje akugana. N'aho amazi y'umwuzure yasendera, nta bwo ateze kumugeraho.

7Ni wowe bwugamo bwanjye, ukandinda amakuba, ugatuma mpanika indirimbo z'abarokowe.

8Maze ukambwira uti «Ngiye kukujijura, nkwereke inzira ukwiye gukurikira;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nzaguhozaho ijisho, njye nkugira inama!

9Ntukamere nk'ifarasi cyangwa inyumbu bitagira ubwenge, bikenera umurunga n'umukoba ngo bicubye umurego, bityo ntuzagira icyo uba.»

10Abagiranabi bazigamiwe imibabaro myinshi, naho uwiringira Uhoraho, agasakazwaho impuhwe ze.

11Ntungane, nimwizihirwe munezezwe n'Uhoraho, mudabagire mu byishimo, muvuze impundu mwese abanyamutima uboneye.

## Zaburi 33

### Ikishongoro kirata ububasha n'ububyeyi by'Uhoraho

1Ntungane, nimukomere amashyi Uhoraho! Abantu b'umutima uboneye bakwiye kumusingiza.

2Nimusingize Uhoraho mucuranga icyembe, munamucurangire inanga y'imirya cumi.

3Nimumuririmbire indirimbo nshya, mumucurangire binoze muranguruye amajwi!

4Kuko ijambo ry'Uhoraho ari intagorama, n'ibikorwa bye byose bikaba indahinyuka.

5Akunda ubutungane n'ubutabera, isi yuzuye ineza y'Uhoraho.

6Ijuru ryaremwe n'ijambo ry'Uhoraho, umwuka we uhanga ingabo zaryo zose.

7Amazi y'ibiyaga ayagomerera hamwe, inyanja azikoranyiriza mu bigega.

8Isi yose nitinye Uhoraho, abayituye bose bamugirire ubwoba.

9Kuko ibyo avuze byose biraba, yategeka, byose bikabaho.

10Uhoraho yaburijemo imigambi y'amahanga, ibitekerezo by'imiryango abihindura ubusa.

11Nyamara umugambi w'Uhoraho ugumaho iteka ryose, n'ibitekerezo by'umutima we bigahoraho, uko ibihe bigenda biha ibindi.

12Hahirwa ihanga Uhoraho abereye Imana, hahirwa umuryango yitoreye ngo ube imbata ye!

13Uhoraho arebera mu bushorishori bw'ijuru, akabona bene muntu bose.

14Aho atetse ijabiro mu ngoro ye, ahoza ijisho ku batuye isi bose;

15ni we wenyine mubaji w'imitima yabo, kandi akamenya ibyo bakora byose.

16Nta mwami ukizwa n'uko afite ingabo nyinshi, nta n'intwari irengerwa n'uko ifite imbaraga.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17Kwiringira ifarasi y'urugamba, ni ukwibeshya, imbaraga zayo zose si zo zitabarura.

18Ahubwo ni Uhoraho uragira abamwubaha, akita ku biringira impuhwe ze,

19kugira ngo abakize urupfu, anababesheho mu gihe cy'inzara.

20Twebwe rero twizigiye Uhoraho; ni we buvunyi bwacu n'ingabo idukingira.

21Ibyishimo biri mu mutima wacu ni we bikomokaho, amizero yacu akaba mu izina rye ritagatifu.

22Uhoraho, ineza yawe iraduhoreho, nk'uko amizero yacu agushingiyeho.

## Zaburi 34

### Amahirwe y'intungane n'ibyago by'umugiranabi

1*Iri mu zo bitirira Dawudi. Ibivugwamo byerekeye igihe yihinduye*

*nk'umusazi ahingutse imbere y'Abimeleki, maze undi yamwirukana, Dawudiakigendera.*

***Alefu***

2Nzashimira Uhoraho igihe cyose, ibisingizo bye bizahora ubudahwema mu munwa wanjye.

***Beti***

3Ishema mfite ryose ndikesha Uhoraho, ab'intamenyekana nibabyumve, maze bishime!

***Gimeli***

4Nimwogeze Uhoraho hamwe nanjye, twese hamwe turatire izina rye icyarimwe.

***Daleti***

5Nashakashatse Uhoraho, aransubiza, nuko ankiza ibyankuraga umutima byose.

***He***

6Abamurangamira bahorana umucyo, mu maso habo ntiharangwa ikimwaro.

***Zayini***

7Umunyabyago yaratabaje, Uhoraho aramwumva, maze amuzahura mu magorwa ye yose.

***Heti***

8Umumalayika w'Uhoraho aca ingando hafi y'abamutinya, akabagoboka.

***Teti***

9Nimushishoze maze mwumve ukuntu Uhoraho anogera umutima; hahirwa umuntu abereye ubuhungiro!

***Yodi***

10Nimutinye Uhoraho, mwebwe abo yitoreye, kuko abamutinya nta cyo babura.

***Kafu***

11Abakire bageza aho bakena bagasonza, naho abashakashaka Uhoraho nta cyo babura.

***Lamedi***

12Bana, nimuze muntege amatwi, mureke mbigishe uko mutinya Uhoraho.

***Memu***

13Ari hehe umuntu ukunda ubugingo, akifuza guhirwa mu buzima bwe bwose?

***Nuni***

14Ururimi rwawe rero urarurinde ikibi, n'umunwa wawe uwurinde amazimwe.

***Sameki***

15Zibukira ikibi, ukore ikiri cyiza; shaka amahoro, abe ari yo uharanira.

***Ayini***

16Amaso y'Uhoraho ayahoza ku bantu b'intungane, amatwi ye agahora yitaye ku maganya yabo.

***Pe***

17Uhoraho ashyamirana n'abagiranabi, kugira ngo azimanganye ku isi icyatuma babibuka.

***Sade***

18Intungane ziratabaza, Uhoraho akazumva, maze akazikiza amagorwa yazo yose.

***Kofu***

19Uhoraho aba hafi y'abafite umutima washengutse, akaramira abafite umutima wihebye.

***Reshi***

20Intungane igira ibyago byinshi, ariko buri gihe Uhoraho akabiyikiza.

***Shini***

21Arinda umubiri wayo wose, ntihagire igufwa ryayo na rimwe rivunika.

***Tawu***

22Nyamara icyago gihitana umugome, abanga intungane bagahabwa igihano.

23Uhoraho arengera amagara y'abayoboke be, kandi nta n'umwe mu bamuhungiraho uzahabwa igihano.

## Zaburi 35

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Isengesho ry'intungane itotezwa

1*Iri mu zo bitirira Dawudi.*

Uhoraho, nawe shinja ibyaha ababindega, urwanye abihaye kundwanya.

2Fata ingabo yawe n'ingofero y'intamenwa, maze uhaguruke uze untabare.

3Kura icumu mu ntagara, wimire abanyirukana, maze umpumurize umbwira uti «Ni jye ukurengera!»

4Abahigira amagara yanjye nibakorwe n'isoni, maze bamwarwe! Abagambiriye kungirira nabi, nibasubire inyuma bamanjirwe!

5Bazamere nk'umurama mu muyaga, umunsi umumalayika w'Uhoraho azabahinda.

6Inzira bacamo izacure umwijima kandi inyerere, umunsi umumalayika w'Uhoraho azaba abirukana!

7Banteze umutego banziza ubusa, bancukurira urwobo nta mpamvu.

8Icyorezo gikaze nikibatungure, bafatirwe mu mutego bateze ubwabo, maze urwo rwobo babe ari bo barugwamo.

9Ubwo rero nzasabagizwa n'ibyishimo nkesha Uhoraho, mbyine nishimira ko yankijije.

10Maze jyewe, uko nakabaye, nzavuge nti «Uhoraho, ni nde wamera nkawe? Utabara insuzugurwa, ukayikiza uwayirushaga amaboko, insuzugurwa n'umukene ukabamururaho abambuzi.»

11Abashinjabinyoma bampagurukiye, barampata ibibazo ku bintu ntazi.

12Ineza mbagirira bayitura inabi, none nsigaye ndi inkeho.

13Nyamara, iyo babaga barwaye, jyewe nambaraga ikigunira, nkibabaza cyane ngasiba kurya, ngahora nsenga mbasabira.

14Nahoraga nshyashyana nk'aho ari incuti cyangwa umuvandimwe, ngahora nijimye kandi nacitse urukendero nk'aho ari mama wapfuye.

15Ariko naraguye, bo bakoranira kunkina ku mubyimba, ndetse n'abavantara ntazi barahurura, nuko baranshwanyaguza nta mbabazi.

16Abo bagomeramana b'abashinyaguzi, bangota bampekenyera amenyo.

17Nyagasani, ibyo uzabyihanganira kugeza ryari? Gira warure amagara yanjye muri icyo cyago, unkize ibyo byana by'intare,

18maze nzagushimirire mu ikoraniro rigari, ngusingirize hagati y'imbaga y'abantu.

19Abanyanga ku maherere ntukareke banyigambaho,, n'abantoteza nta mpamvu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ntibakanyicanireho ijisho.

20Nta jambo ry'amahoro ribarangwaho, icyabo ni uguhimba ibirego byo gusebya abanyetuze bari mu gihugu.

21Baranyasamira bamvuga nabi ngo «Dore dore! Turamwiboneye!»

22Uhoraho, urabona nawe ko udakwiye kwicecekera! Nyagasani, wiguma kure yanjye!

23Kanguka, uhagurukire kundenganura; umburanire, wowe Mana yanjye n'Umutegetsi wanjye!

24Uhoraho Mana yanjye, ndenganura ukurikije ubutabera bwawe, maze woye gutuma banyigambaho!

25Ntureke bavuga ngo «mama weee! Turamutera itama rimwe!» Ntibakabone n'uko bavuga ngo «Turamushyikiriye!»

26Bose icyarimwe nibakorwe n'ikimwaro, bo bishimiraga ibyago byanjye! Abanyigambagaho nibakorwe n'isoni, maze bamwazwe!

27Naho abanyifurizaga gutsinda urubanza nibavuze impundu, bavuge ubudahwema bati «Uhoraho aratsinze, we washakiye umuyoboke we ihirwe.»

28Bityo ururimi rwanjye ruzamamaze ubutabera bwawe, ndirimbe ibisingizo byawe iminsi yose.

## Zaburi 36

### Amatwara y'abagome n'ubuntu bw'Imana

1*Igenewe umuririmbisha. Iri mu zo bitirira Dawudi, umugaragu w'Imana.*

2Nibutse ijambo ry'ubugomeramana ryavuzwe n'umunyabyaha: kuri we, ni iki cyatuma umuntu yatinya Imana?

3Iyo yirebye yibwira ko ari indakemwa, ntabashe kubona amafuti ye ngo ayange.

4Amagambo yose avuga yuje ubugome n'ubuhendanyi, gushyira mu gaciro no gukora neza ntibimurangwaho.

5Iyo aryamye ni bwo acura imigambi y'ubugizi bwa nabi, agahata ibirenge inzira itari nziza, ntabe yatekereza guca ukubiri n'icyitwa ikibi.

6Uhoraho, impuhwe zawe ziganje mu ijuru, ubudahinyuka bwawe bugakabakaba mu bicu.

7Ubutungane bwawe butumburutse nk'imisozi miremire, ubucamanza bwawe bukareshya n'inyenga ngari. Uhoraho, ni wowe ukiza abantu n'inyamaswa;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8Mana yanjye, mbega ineza yawe ngo iraba intagereranywa ! Bene muntu babona ubuhungiro mu gicucu cy'amababa yawe,

9bakijuta amafunguro amara inzara babonera mu Ngoro yawe, maze ukabashora ku ruzi rw'ibyiza bikomoka iwawe.

10Koko rero, iwawe ni ho hari isoko y'ubugingo, kandi urumuri rwawe ni rwo natwe dukesha kubona urumuri.

11Ineza yawe urayikomereze abakumenye, n'ubutabera bwawe ubukomereze abafite umutima uboneye.

12Umunyagasuzuguro ntagakandagire iwanjye, n'ikiganza cy'umugiranabi ntikikantsimbure.

13Ngaha abagizi ba nabi baguye imirara, baratembagaye ubudashobora kubyutsa umutwe.

## Zaburi 37

***Alefu***

**Amaherezo y'intungane n'ay'umugiranabi**

1*Iri mu zo bitirira Dawudi.*

Ntugahangayikishwe n'abagiranabi, cyangwa ngo ugirire ishyari abahendanyi,

2kuko bagwangara bwangu nk'ibyatsi, bakuma nk'igisambu cyari gitohagiye.

***Beti***

3Iringire Uhoraho, kandi ugenze neza, kugira ngo ugume mu gihugu, kandi uhagirire amahoro.

4Nezezwa n'Uhoraho, na we azaguha icyo umutima wawe wifuza.

***Gimeli***

5Yoboka inzira igana Uhoraho, umwiringire: na we azakuzirikana,

6maze ubutungane bwawe abugaragaze nk'umuseke ukebye, n'ubutabera bwawe, bumere nk'amanywa y'ihangu.

***Daleti***

7Gumana ituze imbere y'Uhoraho, umwiringire, ntugahangayikishwe n'uwahiriwe na byose, n'utunzwe n'amayeri ntakakubabaze.

***He***

8Reka uburakari, wime urwaho umujinya, woye kwijujuta, kuko byakugwa nabi.

9Koko rero, abagiranabi bazagera aho barimburwe, naho abiringira Uhoraho batunge igihugu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

***Vawu***

10Hasigaye igihe gito, maze umugiranabi akavaho; uzamushakira aho yari atuye, usange atakiharangwa.

11Naho abakene bazatunga igihugu, bagire amahoro asagambye.

***Zayini***

12Umugiranabi ahora acura inama yibasiye intungane, maze akayihekenyera amenyo.

13Ariko Nyagasani aramugaya, kuko aba aruzi umunsi we wegereje.

***Heti***

14Abagiranabi bakuye inkota, bafora n'imiheto, kugira ngo bice umukene n'indushyi, banasogote intungane.

15Nyamara inkota bafite izabagarukana ibahuranye umutima, n'imiheto yabo izavunagurike.

***Teti***

16Uduke intungane itunze turayihira kurusha ibyinshi by'abagiranabi,

17kuko amaboko y'abagiranabi azakenyagurika, ariko Uhoraho agashyigikira intungane.

***Yodi***

18Uhoraho ateganya iminsi y'ab'indakemwa, n'umugabane wabo uzahoraho ubuziraherezo.

19Ntibazakorwa n'ikimwaro igihe cy'amage, n'igihe cy'inzara bazarya bahage.

***Kafu***

20Naho abagiranabi bazarimbuka, abanzi b'Uhoraho bamere nk'ibyatsi byo mu gisambu, bayoyoke nk'umwotsi.

***Lamedi***

21Umugiranabi asaba inguzanyo, ariko ntiyishyure, naho intungane ikagira ibambe, igatanga ku buntu.

22Abo Uhoraho yahaye umugisha bazatunga igihugu, naho abo avumye barimbukire gushira.

***Memu***

23Uhoraho ni we utuma umuntu ashingura intambwe, maze inzira anyuzemo ikamuhira;

24iyo atsikiye ntatembagara, kuko Uhoraho ari we umufashe ukuboko.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

25Kuva mu buto bwanjye kugeza na n'ubu nshaje, sinigeze mbona intungane itereranwa, cyangwa urubyaro rwayo rusabiriza ibyo kurya.

26Iteka intungane igira ibambe, igatanga inguzanyo, n'urubyaro rwayo rukagira umugisha.

***Sameki***

27Irinde ikibi, maze ukore icyiza, ni bwo uzagira aho utura ubuziraherezo;

28kuko Uhoraho akunda ibitunganye, kandi ntatererane abayoboke be.

***Ayini***

Naho abagiranabi bazatsembwa bidasubirwaho, inyoko y'abagiranabi igende buheriheri.

29Intungane zo zizatunga igihugu, zigiture ubuziraherezo.

***Pe***

30Umunwa w'intungane uhora uvuga iby'ubuhanga, ururimi rwayo rukavuga ibitunganye.

31Amategeko y'Imana yayo iyahoza ku mutima, ikagenda itikanga icyayihutaza.

***Tsade***

32Abagiranabi bahora bagenza intungane, bagashakashaka uko bayica;

33ariko Uhoraho ntayibegurire, ntareke itsindwa mu rubanza.

***Kofu***

34Iringire Uhoraho kandi ukomeze ukurikire inzira ye, azagushyira ejuru kugeza ubwo utunga igihugu, maze uzibonere ukuntu abagiranabi batsiratsizwa.

***Reshi***

35Niboneye uko umugiranabi akoresha ubushobozi afite, mbona n'uko atumbagira nk'isederi yo muri Libani,

36ariko hanyuma nongeye guhita, nsanga yarazimiye, mushakashatse, sinongera kumubona.

***Shini***

37Nyamara irebere umuntu w'umuziranenge, wirebere umuntu w'inyangamugayo: koko umuntu w'amahoro asiga imbuto.

38Abigometse bose bazazimirira icyarimwe, n'inyoko y'abagiranabi icike burundu.

***Tawu***

39Agakiza k'intungane gaturuka kuri Uhoraho, ni we buhungiro bwazo igihe cy'amakuba.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

40Uhoraho arabafasha, akabarokora, akabakiza abagiranabi, maze akabarengera, kuko ari we bahungiyeho.

## Zaburi 38

### Isengesho ry'umunyacyaha ugeze mu kaga

1*Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi. Yaririmbwe n'ugira ngo Imana imwibuke.*

2Uhoraho, umpane nta mujinya ubigiranye, unkosore nta mwaga ufite.

3Imyambi yawe yampuriyeho, ikiganza cyawe kiranshikamiye.

4Kubera uburakari bwawe, umubiri wanjye nta ho ukiri mutaraga, ku mpamvu y'icyaha nakoze, nta gufwa na rimwe rikiri rizima.

5Koko rero ibicumuro byanjye birampfukiriye, birandemereye nk'umutwaro w'indashyigurwa.

6Ibisebe byanjye biranuka bikaninda amashyira, ibyo kandi bitewe n'ubupfayongo bwanjye.

7Dore nahetamye umugongo, nkagenda nandara; umunsi wose mpora nijimye,

8kubera ko ibyaziha byanjye bihinda umuriro, none nta rugingo rukiri ruzima mu mubiri wanjye.

9Naguye ibinya kandi ndahuhutwa; ndagongera, ngacura imiborogo.

10Nyagasani, ibyifuzo byanjye byose ni wowe ubizi, n'amaganya yanjye yose ntuyayobewe.

11Umutima wanjye uradihaguza, intege zanshizemo, ndetse n'amaso yanjye nta bwo agihunyeza.

12Incuti na bagenzi banjye bahunga ibisebe byanjye, na benewacu bakampa akato.

13Abahigira amagara yanjye banteze imitego, abanyifuriza icyago baramvuga amagambo mabi, umunsi wose bakanamanama bangambanira.

14Naho jyewe, nta cyo ncyumva, boshye igipfamatwi; meze nk'ikiragi kitabasha kuvuga,

15cyangwa se nk'umuntu utumva, kandi utabasha kugira icyo asubiza.

16Uhoraho, ni wowe nizeye, Nyagasani Mana yanjye, ni wowe uzamvuganira!

17Naravuze nti «Abashaka kunkwena igihe mputaye, ntibazatsinde ngo bankine ku mubyimba».

18None dore ngiye kubandagara, ububabare bwanjye ntibukimpa agahenge.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

19Rwose, nemeye igicumuro cyanjye, kandi mpagaritse umutima kubera icyaha nakoze.

20Abanyangira ubusa ntibabarika, n'abanzira nta mpamvu ni ishyano ryose.

21Ineza mbagiriye bayitura inabi, naharanira gukora neza bakabimpora.

22None rero, Uhoraho, ntuntererane na rimwe, Mana yanjye, ntube kure yanjye!

23Gira bwangu untabare, Nyagasani, mukiza wanjye!

## Zaburi 39

### Umuntu ni ubusa imbere y'Imana

1*Igenewe umuririmbisha. Ni zaburi yahimbwe na Yedutuni, ikaba mu zo bitirira Dawudi.*

2Naravuze nti «Mu migenzereze yanjye nzirinda gutandukira mu magambo; umunwa wanjye nzakomeza nywufunge, igihe cyose umugomeramana azaba andi imbere.»

3Niyemeje kwigira ikiragi, ngumya guceceka, ndinumira, bishyira kera.

4Ariko bigeze aho, numva ububabare burandembeje, umutima wanjye ungurumanamo. Nkomeje kubizirikana numva umuriro uratse, ni bwo neruye ndavuga nti

5«Uhoraho, menyesha amaherezo yanjye, umbwire n'iminsi nshigaje kubaho, bityo menye ukuntu ndi nyamuhitavuba!

6Dore ubugingo bwanjye wabugize bugufiya, maze igihe nzamara kiba ubusabusa mu maso yawe. Buri wese ugihagaze ni umwuka w'akanya gato!

7Umuntu akora hirya no hino nk'igicucu, ibyo arundarunze bikayoyoka; kandi ntanamenye uzabyegukana!»

8None rero, Nyagasani, ni iki ngitegereje? Amizero yanjye ari muri wowe.

9Nkiza ibicumuro byanjye byose, undinde ibitutsi by'abasazi.

10Ndicecekeye, sinzongera kubumbura umunwa, ubwo ari wowe Mutegetsi

11Ca inkoni izamba, dore ukuboko kwawe kurambandagaje.

12Igihe uhana umuntu wacumuye,burya uba umukosora,maze ibyo ararikiye ukabiteza imungu:kuko buri muntu ari nk'umwuka w'akanya gato! *(guceceka akanya gato)*

13Uhoraho, umva isengesho ryanjye n'imiborogo yanjye; amarira yanjye wiyima amatwi, ngo uyirengagize, kuko mu byawe ndi umucumbitsi, umugenzi wihitira nk'abakurambere banjye bose.

14Erekeza hirya amaso yawe, maze nibura mbe mpumekaho bukeya, mbere y'uko

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nigendera, nkareka kubaho.

## Zaburi 40

### Isengesho ryo gushimira, no kwambaza

1*Igenewe umuririmbisha. Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

2Niringiye Uhoraho, mwiringira ntatezuka; nuko anyitaho maze yumva amaganya yanjye.

3Ankura mu rwobo rukanganye, ansayura mu nzarwe ndende; arampagurutsa, ampagarika ku rutare, ampa gushinga ibirindiro.

4Yampaye guhanika indirimbo nshya, ndirimbira Imana yacu ibisingizo biyikwiye. Benshi bazabibona bayigirire igitinyiro, maze bakurizeho kwiringira Uhoraho.

5Hahirwa umuntu wiringira Uhoraho, ntashyire hamwe n'abagomeramana, cyangwa ngo ajye mu ishyaka ry'abanyabinyoma!

6Uhoraho Mana yacu, wadukoreye ibintu byinshi cyane: udutegurira imigambi, utugaragariza n'ibitangaza, rwose, nta we twakunganya! Ni byinshi cyane, nta wabona uko abivuga.

7Ntiwifuje ibitambo cyangwa amaturo, ahubwo wanzibuye amatwi ngo numve; ntiwigombye igitambo gitwikwa cyangwa icy'impongano,

8ni yo mpamvu navuze nti «Ngaha ndaje! Mu muzingo w'igitabo handitswemo icyo unshakaho.

9Mana yanjye, niyemeje gukora ibigushimisha, maze amategeko yawe ajye ampora ku mutima!»

10Namamaje ubutungane bwawe mu ikoraniro rigari; ibyo usanzwe ubizi, Uhoraho, sinigeze mbumba umunwa ngo nceceke.

11Ubutungane bwawe sinabuhishe mu mutima wanjye, namamaje ubudahemuka bwawe n'umukiro uguturukaho, sinahishahisha ineza n'ukuri byawe imbere y'ikoraniro rigari.

12Nawe rero, Uhoraho, ntunyime imbabazi zawe, ineza n'ukuri byawe bizandagire ubudahwema!

13Amakuba atagira ingano aranyugarije, ibicumuro byanjye birampinduka, bikantera guhuma amaso; birusha ubwinshi umusatsi undi ku mutwe, bigatuma umutima wanjye ucika urukendero.

14Uhoraho, gira impuhwe maze umbohore! Uhoraho, banguka untabare!

15Abashaka kumvutsa ubugingo bose nibakorwe n'ikimwaro, bamanjirwe!


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Abanyifuriza icyago bose nibasubire inyuma bafite ipfunwe!

16Abanyigambaho bavuga ngo «Si we wabona!» nibahahamuke, bagende bishwe n'ikimwaro.

17Naho abagushakashaka bose nibahimbarwe bakwishimira! Abakunda umukiro wawe nibavuge ubudahwema, bati «Uhoraho ni igihangange!»

18Jyeweho, ndi umukene n'indushyi, ariko Uhoraho aranzirikana. Koko, ni wowe muvunyi n'umukiza wanjye; Mana yanjye, ntutinde kungoboka!

## Zaburi 41

### Isengesho ry'imbabare yizeye Imana

1*Igenewe umuririmbisha. Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

2Hahirwa uwita ku mukene no ku munyantege nke: ku munsi w'amakuba, Uhoraho azamukiza!

3Uhoraho azamukomeza, amuhe guhirwa ku isi. Kandi ntazamugabiza abanzi be bamuhigira!

4Uhoraho amuterera inkunga aho arwariye, akamuhindurira kenshi uburyamo arambarayeho

5Naratakambye nti «Uhoraho, ngirira ibambe, maze unkize, kuko nagucumuyeho!»

6Naho abanzi banjye bo bakamvuga nabi, ngo «Mbese azapfa ryari? Izina rye rizazima ryari?»

7Iyo hagize uje kundeba, usanga avuga amateshwa, umutima we ukaba wuzuyemo ibitekerezo by'ubugome; maze yasohoka, akagenda abyandagaza mu nzira.

8Iyo bateraniye iwanjye, abanyanga bose banshimanira inzara; aho bari mu rugo rwanjye, icyabo ni ukureba aho icyago kingejeje,

9bati «Ibyamubayeho ni akaga rwose, ubwo yaryamye nta bwo agiteze kweguka!»

10Ndetse n'incuti yanjye y'amagara nizeraga, tukanasangira ibiryo byanjye, na yo yanyigaritse!

11Ariko wowe, Uhoraho, ungirire ibambe, umpagurutse, maze mbone uko mbiganzura!

12Rwose nzamenya ko unkunda, ari uko mbonye umwanzi wanjye atongeye kunyigambaho.

13Kubera ubudakemwa bwanjye wakomeje kunshyigikira, maze ungarura iruhande rwawe ubuziraherezo.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14Nihasingizwe Uhoraho, Imana ya Israheli, kuva iteka kuzageza iteka ryose! Amen! Amen!

## Zaburi 42

### Amaganya y'umulevi utuye kure y'Ingoro y'Uhoraho (igice cyambere)

1*Igenewe umuririmbisha. Ni umuvugo w'abahungu ba Kore.*

2Uko impara yahagira ishaka amazi afutse, ni ko umutima wanjye ugufitiye inyota, Mana yanjye.

3Umutima wanjye ufite inyota y'Imana, Imana Nyir'ubuzima; mbese nzajya ryari kureba uruhanga rw'Imana?

4Nsigaye ntunzwe no kurira umunsi n'ijoro, ari na ko bambwira ngo «Imana yawe iba hehe?»

5Ndabyibuka, bigatuma nsuhuza umutima, uko najyaniranaga n'inteko z'abantu, nyoboye umutambagiro ugana Ingoro y'Imana, mu rwamu rw'impundu n'ibisingizo, by'imbaga yakereye ibirori.

6Mbe mutima wanjye, ni iki kiguciye intege, kandi ukangiriramo amaganya? Izere Imana, kuko nzongera kuyisingiza, yo mukiza wanjye n'Imana yanjye!

7Umutima wanjye waguye agacuho, Mana yanjye; ni cyo gituma nzirikana ka gasozi gato, kari hagati y'imisozi ya Yorudani n'ibitwa bya Herimoni.

8Imivumba y'amazi magari, ngiyo irasukiranya, ikurikiwe n'urusaku rw'insumo ziruruma; maze imivu n'imihengeri bikantemba hejuru.

9Ku manywa, Uhoraho agaba ineza ye, nijoro sintuze kumuririmba, bityo ngasenga Imana nkesha ubuzima.

10Ndashaka kubwira Imana, yo rutare rwanjye, nti «Kuki wanyibagiwe? Kuki nagomba kugenda nijimye, umwanzi ansumbirije ?»

11Dore ingingo zanjye zatagaranye, abanzi barantuka buri gihe, bambaza ubudatuza ngo «Imana yawe iba hehe?»

12Mbe mutima wanjye, ni iki kiguciye intege, kandi ukangiriramo amaganya? Izere Imana, kuko nzongera kuyisingiza, yo mukiza wanjye n'Imana yanjye.

## Zaburi 43

### Amaganya y'umulevi utuye kure y'Ingoro y'Uhoraho (igice cyakabiri)

1Mana yanjye, ndenganura, unkiranure n'inyoko y'abagomeramana; maze unkize abahendanyi n'abagome.

2Mana yanjye, ko ari wowe mfiteho ubuhungiro, kuki usa n'uwanyihakanye? Kuki

nagomba kugenda nijimye, umwanzi ansumbirije?

3Ohereza urumuri rwawe n'ukuri kwawe, bijye binyobora inzira, maze bizangeze ku musozi wawe mutagatifu, aho Ingoro yawe yubatse.

4Ubwo nzegera urutambiro rw'Imana, nsange Imana nkesha umunezero wose; maze, Uhoraho Mana yanjye, ngusingize, ngucurangira inanga.

5Mbe mutima wanjye, ni iki kiguciye intege, kandi ukangiriramo amaganya? Izere Imana, kuko nzagumya kuyisingiza, yo mukiza wanjye n'Imana yanjye.

## Zaburi 44

### Amaganya y'imbaga y'Imana imaze kuneshwa ku rugamba

1*Igenewe umuririmbisha. Ni umuvugo w'abahungu ba Kore.*

2Mana yacu, twarabyiyumvMana yacu, twarabyiyumviye n'amatwi yacu, ba sogokuru barabitubwiye, badutekerereza ibyo wakoze kera mu gihe cyabo.

3Wakoresheje ukuboko kwawe, unyaga amahanga, ugira ngo ubabonere aho batura, kandi uburabuza ibihugu, ugira ngo ubabonere aho bisanzurira.

4Inkota zabo si zo bakesheje kwigarurira igihugu, imbaraga zabo si zo zabahaye gutsinda; ahubwo ni indyo yawe bwite, ukuboko kwawe, n'urumuri rw'uruhanga rwawe, kuko wabikundiye.

5Mana yanjye n'umwami wanjye, ni wowe watumaga bene Yakobo batsinda.

6Ku bwawe, twashoboye gutikura ababisha bacu, ku bw'izina ryawe turibata abaduteraga.

7Umuheto wanjye si wo niringiraga, inkota yanjye si yo yampaga gutsinda,

8ahubwo ni wowe wadukijije ababisha bacu, maze abatwanga ubakoza isoni.

9Nuko iminsi yose tukaririmba ibisingizo by'Imana, tugashimira izina ryawe ubudahwema. *(guceceka akanya gato)*

10None ubu waradutaye, bituma dusuzugurika; ntugitabarana n'ingabo zacu.

11Utuma duhunga abaturwanya, maze ababisha bakadutwara iminyago uko bashaka.

12Usigaye udutanga nk'intama zigenewe kubagwa, maze ukadutatanyiriza mu mahanga.

13Umuryango wawe uwutanga ku giciro kigayitse, ntugire inyungu ubona muri ubwo buguzi.

14Utugabiza ibitutsi by'abaturanyi bacu, abo tubana bakadukwena, bakaduhindura urw'amenyo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Watugize iciro ry'imigani mu mahanga, mu bihugu byose bakatuzunguriza umutwe.

16Umunsi wose mbona uko natayе agaciro, maze ikimwaro kikansaba mu maso,

17ku mpamvu y'urusaku rw'abanyigambaho, ari na ko batuka Imana; nuko nkabura aho nkwirwa imbere y'umwanzi unyihimura.

18Ibyo byose byatubayeho kandi tutari twakwibagiwe, ngo duce ku masezerano twagiranye nawe;

19umutima wacu ntiwari waciye ukubiri na yo, n'intambwe zacu ntizari zateshutse inzira yawe,

20ngo bibe byatuma uducocagurira mu gihugu cy'imbwebwe, maze ukatworosa igicucu cy'urupfu.

21Mbese iyo tuba twaribagiwe izina ry'Imana yacu, tugategera ibiganza imana z'inyamahanga,

22Imana ntiba yarabibonye, yo imenya amabanga ari mu mutima wa buri muntu?

23Nyamara baratwica ubudahwema ari wowe batuziza, bakatugenzereza nk'intama zigenewe ibagiro!

24Kanguka, Nyagasani, kuki wisinziriye? Baduka, woye kudutererana burundu!

25Ni kuki ugumya guhisha uruhanga rwawe, maze ukirengagiza akaga n'ubwagirizwe turimo?

26Koko amagara yacu aragaragurika mu mukungugu, inda yacu yumanye n'ubutaka.

27Haguruka, uze udutabare! Girira impuhwe zawe, utugobotore!

## Zaburi 45

### Igisigo cyahimbiwe ubukwe bw'umwami

1*Igenewe umuririmbisha, ikaririmbwa bakurikije injyana y'iyitwa*
*«Ihogoza». Ni umuvugo w'abahungu ba Kore, ikaba indirimbo y'urukundo.*

2Umutima wanjye uratemba amagambo ateye ubwuzu, reka mvuge ibisigo nahimbiye umwami; ururimi rwanjye rurabe nk'ikaramu y'umwanditsi w'umuhanga!

3Uri mwiza kurusha bene muntu bose, igikundiro cyisesuye ku minwa yawe; ni cyo gituma Imana yaguhaye umugisha uzahoraho.

4Ambara inkota yawe ku itako, wa ntwari we, maze ugendane ishema n'ubukaka!

5Wurire ifarasi yawe, maze uganze, urwanira ukuri, ubugwaneza n'ubutabera!


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6Indyo yawe izaca ibintu, imyambi yawe iratyaye, ingabo ziguteye uzazihindura imirara; bityo abanzi b'umwami ubahuranye umutima.

7Intebe yawe y'ubwami iragahoraho iteka, mbese nk'iy'Imana ubwayo, n'inkoni yawe ya cyami irabe iy'ubutabera!

8Ukunda ubutungane, ukanga ubugiranabi; ni cyo cyatumye Imana, ari yo Mana yawe, yaragusize amavuta y'ubutore kandi y'ibyishimo, maze iguhitamo muri bagenzi bawe.

9Imyambaro yawe irahumura imibavu ya manemane, ishangi, n'ububani; ukanacurangirwa inanga nziza mu ngoro itatse amahembe y'inzovu.

10Abakobwa b'abami babarirwa mu nkoramutima zawe, n'umwamikazi aguhagaze iburyo, yambaye imyenda itatse zahabu y'i Ofiri.

11Umva mukobwa, itegereze maze utege amatwi: ibagirwa igihugu cyawe n'umuryango uvukamo,

12maze umwami abenguke uburanga bwawe! Ni we mutegetsi wawe: emera upfukame imbere ye!

13Nuko rero, mwari w'i Tiri, abakungu bo muri rubanda bazakugana bitwaje amaturo ngo bagushakeho ubutoni.

14Umukobwa w'umwami, nguyu atungutse arabagirana, yarimbanye umwambaro utatse zahabu!

15Bamuhingutsa imbere y'umwami bamutatse, ahagerana n'abakobwa, bagenzi be bamuherekeje;

16Babinjiza mu ngoro y'ibwami, batambagirana ibyishimo n'ubwuzu.

17Abahungu bawe ni bo bazasimbura ba sogokuruza, uzabagire ibikomangoma ku isi yose!

18Maze nzarate izina ryawe mu mbyaro zose, n'imiryango izagusingize ubuziraherezo.

## Zaburi 46

### Imana iri kumwe natwe

1*Igenewe umuririmbisha. Ni indirimbo y'abahungu ba Kore, ikaririmbwa banihiriza ijwi.*

2Imana ni yo buhungiro n'imbaraga zacu, ni yo muvunyi utigera abura mu gihe cy'amage.

3Ni cyo gituma tutagira ubwoba,n'aho isi yabirinduka,cyangwa imisozi igatengukira mu ngeri y'inyanja,


© 2012, Bible Society of Rwanda.

4n'amazi agahorera abira urufuro nk'amasumo,yakwitera hejuru imisozi
igahungabana. *(guceceka akanya gato)*

5Ariko hari uruzi rwagabye amashami, agahimbaza umurwa w'Imana, n'Ingoro
y'Umusumbabyose irusha izindi ubutagatifu.

6Imana iba muri wo rwagati, ntuteze guhungabana; Imana iwutabara kuva bugicya.

7Amahanga yaritotombye, ingoma zirahungabana; maze Uhoraho aranguruye ijwi,
isi irashonga!

8Uhoraho,Umugaba w'ingabo,ari kumwe natwe;Imana ya Yakobo itubereye
ubuhungiro bucinyiye! *(guceceka akanya gato)*

9Nimuze mwirebere ibyo Uhoraho yakoze, we wakwije amatongo ku isi!

10Ahagarika intambara kugeza ku mpera z'isi, akonyagura imiheto n'amacumu
by'abarwanyi, amagare y'intambara ayaha inkongi, agira ati

11«Nimurekere aho kurwana, mwemere ko ndi Imana, nkaganza amahanga,
nkaganza isi yose!»

12Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ari kumwe natwe, Imana ya Yakobo itubereye
ubuhungiro bucinyiye!

## Zaburi 47

### Uhoraho ni umwami wa Israheli n'uw'isi yose

1*Igenewe umuririmbisha. Ni zaburi y'abahungu ba Kore.*

2Miryango mwese, nimukome yombi, musingize Imana mu rwamu rw'ibyishimo,

3kuko Uhoraho, Umusumbabyose, ari Ruterabwoba, akaba Umwami w'igihangange
ku isi yose.

4Atuyoborera imiryango, tukayihaka; amahanga akayashyira mu nsi y'ibirenge
byacu.

5Adutoranyiriza umugabane udukwiye,ukaba ishema rya Yakobo, inkoramutima ye.
*(guceceka akanya gato)*

6Imana izamutse bayiha impundu, Uhoraho azamutse avugirwa n'impanda.

7Nimucurangire Uhoraho, nimucurange! Nimucurangire Umwami wacu,
nimucurange!

8Kuko Imana ari yo mwami w'isi yose; nimucurange mwimazeyo, mubyamamaze.

9Uhoraho ni Umwami ugenga amahanga, Imana itetse ku ntebe yayo yuje
ubutungane.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Abatware b'ibihugu bakoranye, bishyira hamwe n'umuryango w'Imana ya Abrahamu, kuko Imana ari yo Nyir'ingabo zose zibaho ku isi, ikaba yatumbagiye hejuru ya byose.

## Zaburi 48

### Siyoni, umusozi w'Imana

1*Ni indirimbo iri muri zaburi z'abahungu ba Kore.*

2Uhoraho ni igihangange akwiriye gusingirizwa bihebuje mu murwa w'Imana yacu.

3Umusozi we mutagatifu urajimije mu bwiza, ukanezeza isi yose! Umusozi wa Siyoni uri hariya mu majyaruguru, ni wo wubatseho umurwa w'umwami w'igihangange;

4Imana ituye hagati mu ngoro zaho, ikaherekanira ko ari yo buhungiro butavogerwa.

5Dore abami bari bawibasiye, bashyira nzira icyarimwe;

6ngo bawurabukwe, bose bagwa mu kayubi, ubwoba burabataha, maze amaguru bayabangira ingata!

7Umushyitsi ubafatira aho ngaho, baratengurwa nk'umugore wafashwe n'ibise.

8Ubwo bari batewe n'umuyaga w'iburasirazuba,wa wundi umenagura amato manini y'i Tarishishi.

9Uko twabyumvise,ni ko twabyiboneye,mu murwa w'Imana yacu,mu murwa w'Uhoraho,Umugaba w'ingabo,wa wundi Imana ishyigikiye ubuziraherezo. *(guceceka akanya gato)*

10Mana yacu, duhora tuzirikana ineza yawe, duteraniye mu Ngoro yawe nyirizina.

11Ak'izina ryawe, Mana yacu, n'ibisingizo byawe byarasakaye kugera ku mpera z'isi. Ukuboko kwawe guharanira ubutabera,

12umusozi wa Siyoni uranezerewe, n'imigi ya Yuda yose irasabagizwa n'ibyishimo, yishimiye uburyo uca imanza.

13Nimuzenguruke inkuta zikikije Siyoni, mubare iminara ihari;

14mwitegereze inkike zayo, mubarure ingoro zubatsemo, maze muzabwire abo mu gisekuru gitaha

15ko iyi Mana ari yo Mana yacu iteka ryose, akaba ari na yo ituyobora!

## Zaburi 49

### Ibintu ni ubusa

1*Igenewe umuririmbisha. Ni zaburi y'abahungu ba Kore.*

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2Nimwumve ibyo ngiye kuvuga, miryango mwese, nimutege amatwi, mwumve neza, abatuye isi mwese,

3rubanda rugufi namwe abakomeye, abakire namwe abakene, mbese mwese uko mungana!

4Umunwa wanjye ugiye kuvuga amagambo y'ubuhanga, n'umutima wanjye uzirikane ibiboneye.

5Amatwi yanjye ahugukiye kumva umugani, igiteye inkeke ngisobanuze umurya w'inanga.

6Ni kuki nagira ubwoba mu minsi mibi, ngatinya ubugome bw'inyaryenge zinkikije,

7cyangwa abantu biringira ubukungu bwabo, maze bakiratana ko batunze byinshi?

8Nta muntu n'umwe wabitanga ngo bimucungure, cyangwa ngo abihe Imana bimubere ingwate.

9N'uwatanga ibingana bite ngo agure ubuzima, namenye ko amaherezo buzazima burundu.

10None se hari uwabaho ubuziraherezo, akaguma aho adateze kujya mu mva?

11Mbese ntimuhora mubona uko urupfu rutwara abanyabwenge, kimwe n'uko ruhitana umusazi n'umupfayongo, maze ibintu bari bafite bikaribwa n'abandi?

12Mu mva ni ho bazatura imyaka n'imyaka, maze abe ari ho baguma ubuziraherezo, kabone n'ubwo biyitiriye imisozi yabo.

13Koko umuntu woga mu bukire ntamara kabiri; amera nk'itungo ryanogotse.

14Ngayo amaherezo y'abiyemera,n'ay'abanyurwa n'ibyo bivugaho. *(guceceka akanya gato)*

15Babyagiye ikuzimu nk'intama mu gikumba; Nyirarupfu akaba ari we ubashorera abajyana mu rwuri, maze bwacya, abantu b'intungane bakabagenda hejuru; isura bahoranye ikayokera ikuzimu, bazabe ari ho batura iteka.

16Naho jyewe, Imana yiyemeje kundokora, no kungobotora ku ngoyi z'ikuzimu! *(guceceka akanya gato)*

17Ntibikagukange rero nubona umuntu abaye umukire, n'ubwamamare bwe bukagenda bwiyongera;

18kuko umunsi yapfuye, nta na kimwe azajyana ikuzimu, n'icyubahiro yari afite ntazakimanukana iyo ngiyo.

19Akiriho yajyaga yirya icyara, akishimagiza, ati «Dore barakurata, kuko byose byaguhiriye!»


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

20Nyamara ntazabura kujya aho abakurambere be bagiye, bo batazongera kubona izuba ukundi!

21Koko umuntu woga mu bukire ntamara kabiri, amera nk'itungo ryanogotse!

## Zaburi 50

### Ubutungane buruta ibitambo byose

1*Ni zaburi ya Asafu*

Imana nya mana, ari yo Uhoraho, ivuze ijambo rikoranya isi yose, guhera mu burasirazuba kugeza mu burengero bwaryo.

2Imana irabagiraniye kuri Siyoni, yo, bwiza buzira inenge.

3Imana iraje, maze ivuge yeruye! Dore imbere yayo haragurumana umuriro, n'impande zayo hagahuha umuyaga w'inkubi.

4Itumije ijuru, kimwe n'isi iri hasi, ngo bihugukire urubanza ifitanye n'umuryango wayo.

5Iti «Nimunkoranyirize abayoboke banjye, ba bandi twagiranye igihango kigasozwa n'igitambo!»

6Nuko ijuru ryamamaza ubutabera bwayo,rigira riti «Ni koko, Imana ni yo mucamanza!» *(gucecekа akanya gato)*

7Na yo iti «Tega amatwi, muryango wanjye, ngiye kuvuga; Israheli we, hari icyo ngiye kugushinja, jyewe Imana, nkaba n'Imana yawe!

8Ibitambo untura, si byo nguhora, kuko ibitambo byawe bitwikwa bimpora imbere.

9Sinkeneye gufata ikimasa mu rugo rwawe, cyangwa se amasekurume mu rubumbiro rwawe.

10Kuko inyamaswa zose zo mu ishyamba ari izanjye, kimwe n'amatungo atabarika yose arisha ku gasozi;

11nzi inyoni zose zo mu kirere, n'ibisimba byose ni ibyanjye.

12Ndamutse ngize inzara, sinaza kubikuganyira, kuko isi n'ibiyirimo byose ari ibyanjye.

13Ese koko nkeneye kurya inyama z'ibimasa, cyangwa kunywa amaraso y'amasekurume?

14Ahubwo jya utura Imana igitambo cyo kuyishimira, kandi wuzuze amasezerano wagiriye Umusumbabyose;

15hanyuma uzabone ubunyiyambaza igihe cy'amagorwa,ubwo rero nzagutabara,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

maze nawe unsingize.» *(guceceka akanya gato)*

16Naho umugiranabi, Imana iramubwira iti «Kuki ushyanukira gutondagura amategeko yanjye, no guhoza ku rurimi isezerano ryanjye,

17nyamara ntukunde gukosorwa, maze amagambo yanjye ukayata hirya?

18Iyo ubonye umujura, umubera icyitso, mu busambanyi ugahabwa icyicaro.

19Umunwa wawe uwurundurira amagambo y'ubugome, ururimi rwawe rugahimbazwa no kuvuga ibinyoma.

20Uricara, ukavuga nabi umuvandimwe wawe, bityo ukandagaza mwene nyoko.

21Ibyo ni byo ukora, none ukabona ko naceceka? Wibwira se ko meze nkawe? Dore ndagushinja, byose mbisheshe imbere yawe.

22Murumvireho namwe, abiha kwirengagiza Imana, ejo ntazabashwanyaguza, ntimubone ubatabara.

23Untura ibisingizo ho igitambo, ni we umpa ikuzo, kandi aba aciye inzira nzamwerekeramo umukiro w'Imana.»

## Zaburi 51

### Isengesho ry'umunyabyaha usaba imbabazi

1*Igenewe umuririmbisha. Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.* 2*Yerekeranye*
*n'ibyabaye igihe umuhanuzi Natani amusanze iwe, Dawudi amazegusambanya Betsabe.*

3Mana yanjye, ngirira imbabazi ukurikije ineza yawe; kubera impuhwe zawe nyinshi, umpanagureho ibyaha byanjye.

4Nyuhagiraho wese ibicumuro byanjye, maze unkize icyaha nakoze.

5Koko nemeye ibicumuro byanjye, icyaha cyanjye kimpora imbere.

6Uwo nacumuyeho ni wowe wenyine, maze ikibi wanga, mba ari cyo nkora! None rero, nubintonganyiriza ntuzaba undenganya, n'urubanza uzancira ntirugira amakemwa.

7Dore jyeweho navutse ndi umunyabyaha, kandi mama yansamanye igicumuro.

8Naho wowe ukunda umuntu utaryarya, maze ubushishozi ukabunyigishiriza mu mutima wanjye.

9Ntera icyuhagiro, nkire ubwandu bwose, unyuhagire, maze nererane kurusha amasimbi.

10Ongera unyumvishe impundu z'ibyishimo n'umunezero, maze amagufwa wajanjaguye ahimbarwe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11Renza amaso ibyaha nakoze, ibicumuro byanjye byose ubimpanagureho.

12Mana yanjye, ndemamo umutima usukuye, maze umvugururemo ibitekerezo biboneye.

13Ntunyirukane ngo unte kure yawe, cyangwa ngo unkuremo umwuka wawe uzira inenge;

14ahubwo mpa kwishimira ko nakijijwe, kandi unkomezemo umutima wuje ineza.

15Abagome nzabatoza inzira yawe, n'abanyabyaha bakugarukire.

16Mana yanjye, Mana ikiza, nkura mu nzigo ndimo, maze ururimi rwanjye ruzamamaze ubutungane bwawe.

17Nyagasani, bumbura umunwa wanjye, maze akanwa kanjye gatangaze ibisingizo byawe.

18Igitambo cyanjye si cyo ushaka, n'aho nagutura igitwikwa, nticyakunezeza.

19Ahubwo igitambo Imana ishima, ni umutima washengutse. Mana yanjye, ntuzirengagize umutima washegeshwe kandi wihana!

20Ku mpuhwe zawe, girira neza Siyoni, maze wubake bundi bushya inkike za Yeruzalemu.

21Ni bwo rero uzashima ibitambo byategetswe, ibitwikwa hamwe n'ibiturwa burundu, maze bazaturire ibimasa ku rutambiro rwawe.

## Zaburi 52

### Umubeshyi Imana izamuhana bikomeye

1*Igenewe umuririmbisha. Ni inyigisho mu zo bitirira Dawudi.* 2*Yerekeye*
*iby'igihe Dowegi, Umunyedomu, aje kumenyesha Sawuli ko Dawudiyahungiye mu rugo rwa Ahimeleki.*

3Kuki wiratana kuba umugizi wa nabi,wa ngirwamugabo we,kandi Imana yo ihorana ineza?

4Ururimi rwawe rwuzuye ubugome,rwica nabi nk'urwembe rutyaye,rukagira amayeri menshi yo kubeshya.

5Wikundira ikibi kurusha icyiza,ugakunda ikinyoma aho kuvuga ukuri. *(guceceka akanya gato)*

6Uri karimi kabi, nta kindi wikundira atari amagambo asebanya gusa!

7Imana ubwayo izagukuraho buheriheri,izagushikanura,iguhubure mu nzu yawe,maze izakurandure ku isi y'abazima. *(guceceka akanya gato)*

8Nuko ab'intungane nibabibona, bashye ubwoba, hanyuma baguhe urw'amenyo,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bavuga

[9]bati «Dore wa muntu wiyise intwari, akanga ko Imana imubera ubuhungiro butavogerwa, ahubwo akiringira ubukungu bwinshi yari afite, akiratana ibikorwa by'ubugome bwe!»

[10]Naho jyewe, ak'umuzeti watohagiriye mu Ngoro y'Imana, mpora nizigiye ubuntu bwayo!

[11]Iteka ryose nzahora ngushimira ibyo wakoze! Niringiye izina ryawe, kuko ryuje ineza, nzaryamamariza imbere y'abayoboke bawe.

## Zaburi 53

### Abagomeramana baragwiriye, ariko bazahanwa

[1]*Igenewe umuririmbisha, ikaririmbwa mu majwi y'urusobe. Ni inyigisho mu zo bitirira Dawudi.*

[2]Abapfayongo baribwira ngo «Nta Mana ibaho!» Bapfuye umutima, biha gukora ibidakwiye, nta n'umwe ugikora neza.

[3]Imana, aho iri mu ijuru, yarunamye yerekeza amaso kuri bene muntu, ngo irebe niba hari n'umwe ugifite ubwenge agashakashaka Imana.

[4]Ariko bose bararindagiye, bahujwe gusa n'ingeso mbi; nta n'umwe ugikora neza, habe n'umwe rwose!

[5]Koko abo bagizi ba nabi ni ibiburabwenge, bo bihaye kurya imitsi y'umuryango wanjye, barya icyari kiwutunze, kandi ntibarushye basenga Imana!

[6]Bazamarwa n'ubwoba kandi nta kibubateye! Imana yanyanyagije amagufwa y'abari bakugarije; none dore urabakora ku itama, kuko Imana yabagutsindiye.

[7]Ni nde uturuka i Siyoni agaha Israheli imitsindo? Iyo Imana igaruye abajyanywe bunyago bo mu muryango wayo, bene Yakobo basagwa n'ibyishimo, bene Israheli bakanezerwa bitavugwa!

## Zaburi 54

### Isengesho ryo gutabaza Imana, umucamanza w'intabera

[1]*Igenewe umuririmbisha, ikajyana n'inanga z'imirya. Ni inyigisho mu zo bitirira Dawudi.*[2]*Yerekeye iby'igihe abaturage b'i Zifu baje kubwira Sawuli, bati «Dawudi se, ntiyihishe iwacu?»*

[3]Mana yanjye, girira izina ryawe maze untabare; koresha ububasha bwawe, maze undenganure!

[4]Rwose, Mana yanjye, umva isengesho ryanjye, utege amatwi amagambo nkubwira!

[5]Kuko abanyamahanga bampagurukiye,abanyarugomo bakaba bahigiye kunyica:Imana ntibayitayeho na busa. *(guceceka akanya gato)*


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6None Imana ni yo intabaye, Nyagasani ni we wenyine umbereye ikiramiro!

7Abariho bangenza, nabiture inabi bangirira; koresha ububasha bwawe, maze ubatsembe!

8Nzagutura ibitambo mbikuye ku mutima; Uhoraho, nzasingiza izina ryawe, kuko ryuje ineza!

9Koko, wankuye ahaga, utuma ndebana ihinyu abanzi banjye!

## Zaburi 55

### Isengesho ry'umuntu watereranywe n'incuti ye

1*Igenewe umuririmbisha, igaherekezwa n'inanga z'imirya. Ni inyigisho mu zo bitirira Dawudi.*

2Mana yanjye, umva isengesho ryanjye, ntiwirengagize ugutakamba kwanjye.

3Wite ku byo nkubwira, maze unsubize! Dore nazindaye, ndaganya nteshaguzwa,

4kubera induru umwanzi amvuzaho, n'inkeke nshyizweho n'umugiranabi. Koko rero bampurijeho ubugome bwabo, bantera buje umujinya.

5Umutima wanjye urasabayangwa mu gituza cyanjye, ubukangarane simusiga bwambundikiye,

6ubwoba n'umushyitsi byantashye, none ubu ndatengurwa wese.

7Nuko ndavuga nti «Iyaba nari mfite amababa nk'ay'inuma, kugira ngo nigurukire, nshake aho mpungira.

8Koko nahungira kure, ijoro nkarirara mu butayu;

9nagira bwangu,nkahasanga ubuhungiro bundinda umuyaga w'inkubi!» *(guceceka akanya gato)*

10Nyagasani, sobanya amagambo yabo, boye guhuza imvugo; kuko nduzi urugomo n'intonganya byabaye urudaca mu mugi,

11bigakomeza kwiyongera ku nkike zawo umunsi n'ijoro! Muri wo nyirizina hahora ubugome n'ubwicanyi,

12mu mugi rwagati hagakorerwa amahano, urugomo n'ubuhendanyi ntibitirimuke mu mihanda yawo.

13Yabaye ari umwanzi untuka, we namwihanganira; yabaye ari umubisha unteye akantsinda, we namwibeta, nkamucika.

14None ni wowe tureshya, wowe dusanganywe, ukaba n'incuti yanjye y'amagara!

15Ni wowe twabwiranaga amabanga, tukajyana mu Ngoro y'Imana dushyize hamwe!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16Baragashira barimbuke, barindimukire ikuzimu ari bazima, kuko ubugome
bwagandiye iwabo, bukabarika mu mutima.

17Jyeweho, icyanjye ni ugutabaza Imana, kandi koko Uhoraho azandokora.

18Haba nimugoroba, haba mu gitondo cyangwa se ku gicamunsi, iyo nagirijwe
n'ibyago ndaganya, ngataka, maze akumva ijwi ryanjye,

19akangoboka,akandinda kugira icyo mba,igihe hariho abandwanya,n'ubwo baba
benshi kangahe! *(guceceka akanya gato.)*

20Imana nibyumve, maze ibacishe bugufi, yo itetse ijabiro kuva kera kose! Bo
ntibateze kwisubiraho, kuko badatinya Imana.

21Uwo muntu yabanguye ukuboko kwe, agirira nabi incuti ze, maze atatira igihango.

22Mu kanwa ke hasokoka amagambo aryohereye, ariko umutima we ugahora ushoza
intambara; amagambo ye aza arusha amavuta koroha, ariko ntibiyabuze kuba inkota
zityaye.

23Tura umuzigo wawe, uwukorere Uhoraho, na we azagutera inkunga; ntazemera ko
intungane ihungabana na rimwe.

24Naho wowe, Mana, uzabaroha mu rwobo rwasamye; abantu b'abicanyi n'ababeshyi
ntibazigera barama, ngo bacagase nibura iminsi y'ukubaho kwabo. Jyeweho, ni wowe
niringiye.

## Zaburi 56

### Umuyoboke w'Imana nta bwo azaheranwa

1*Igenewe umuririmbisha, ikaririmbwa nk'iyitwa «Inuma iri kure cyane». Iri mu zo bitirira Dawudi.
Iririmbwa banihiriza ijwi. Yayihimbye igihe Abafilisiti bamufatiye i Gati.*

2Mana yanjye, ngirira ibambe! Abanzi banjye barankurikiranye; umunsi wose bahora
bandwanya, bakanyotsa igitutu.

3Umunsi wose ingenza zinyomaho, abandwanya ntibagira umubare, barandusha
imbaraga.

4Igihe mfite ubwoba, ni wowe niringira.

5Niringira Imana, ari na ko ndata ijambo ryayo, nkiringira Imana, maze simbe nagira
ubwoba: ubwo se muntu buntu yashobora kuntwara iki?

6Umunsi wose birirwa bambabaza, nta kindi batekereza atari ukungirira nabi.

7Baca ibico, bakangenza, baronda aho nyuze hose, kugira ngo bamvutse ubugingo.

8Ku mpamvu y'ubwo bugome bwabo, bashobora bate guhonoka? Mana yanjye,
uburakari bwawe nibukureho bene abo bantu!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Imiburagiro yanjye ni wowe uyizi; tega urwabya rwawe, amarira yanjye
ahongobokeremo. None se si ko byanditse mu gitabo cyawe?

10Abanzi banjye bazakubana bahunga, umunsi nagutabaje. Ndabizi Imana iri kumwe
nanjye!

11Niringira Imana, ari na ko ndata ijambo ryayo, niringira Uhoraho, ari na ko ndata
ijambo rye,

12niringira Imana, maze simbe nagira ubwoba; ubwo se abantu bashobora kuntwara
iki?

13Mana yanjye, nkomeye ku masezerano nakugiriye; nzagutura ibitambo
by'ibisingizo,

14kuko amagara yanjye wayakijije urupfu. None se ibirenge byanjye ntiwabirinze
gutsikira, ugira ngo ngende imbere y'Imana mu rumuri rumurikira abazima?

## Zaburi 57

### Imana ni yo mizero y'umuntu uri mu kaga

1*Igenewe umuririmbisha, ikaririmbwa nk'iyitwa «Witsemba». Iri mu zo bitirira Dawudi, bakayiririmba*
*banihiriza ijwi. Yayihimbiye mu buvumo,igihe yahungaga Sawuli.*

2Gira ibambe, Mana yanjye, ngirira ibambe, kuko ari wowe nashatseho ubuhungiro,
maze nikinga mu gicucu cy'amababa yawe, kugeza igihe ibyago ndimo bizashirira.

3Ndatakambira Imana, Musumbabyose, Imana indengera muri byose.

4Aho iganje mu ijuru ninyoherereze icyankiza!Dore umuntu unsatiriye yatutse
Imana,none na yo nigaragaze ineza n'ubudahemuka bwayo! *(guceceka akanya gato)*

5Dore ndyamye hagati y'abantu bameze nk'intare, zimiragura bene muntu!
Amacumu n'imyambi, ni byo menyo yabo, inkota ityaye ikaba ururimi rwabo.

6Mana yanjye, garagaza ububasha bwawe busumbye ijuru, ikuzo ryawe ritumbagire
hejuru y'isi yose!

7Mu nzira nyuramo, bahateze umutego: ariko narunamye ndawurokoka. Bari
bacukuye urwobo imbere yanjye, none ni bo baruguyemo. *(guceceka akanya gato)*

8Mana yanjye, umutima wanjye wasubiye mu gitereko! Umutima wanjye wasubiye
mu gitereko, none reka ndirimbe, ncurange ibyishongoro!

9Nti «Kanguka, shema ryanjye, kanguka, nanga y'imirya, nawe cyembe, maze
nkangure umuseke!»

10Nyagasani, nzagusingiriza mu yindi miryango, ngucurangire rwagati mu mahanga;

11kuko ineza yawe ikabakaba ku ijuru, n'ubudahemuka bwawe bugatumbagira mu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bicu.

12Mana yanjye, garagaza ububasha bwawe busumbye ijuru, ikuzo ryawe ritumbagire hejuru y'isi yose!

## Zaburi 58

### Imana ni umucamanza w'abacamanza b'isi

1*Igenewe umuririmbisha, ikaririmbwa nk'iyitwa «Witsemba». Iri mu zo bitirira Dawudi, bakayiririmba banihiriza ijwi.*

2Banyabubasha, aho muvuga koko ibihuje n'ubutabera? Bana b'abantu, aho muca imanza mukurikije amategeko?

3Oya! Ahubwo mugira nabi nkana, mugakwiza ku isi urugomo ruterwa n'ibiganza byanyu.

4Ni abagiranabi bayobye bakiri mu nda ya ba nyina, bakaba n'abanyabinyoma barindagiye bakivuka!

5Ubumara bafite ni nk'ubumara bw'inzoka; bameze nk'impiri y'igipfamatwi, yica amatwi nkana,

6igira ngo itumva ijwi ry'umugombozi, n'ubwo yaba ari umugombozi w'umuhanga.

7Mana yanjye, menagura amenyo ari mu kanwa kabo, Uhoraho, kura imikaka y'izo ntare!

8Nibamere nk'amazi atemba, Imana nitamike imyambi yayo, maze bahinduke imirara!

9Nibamere nk'ikinyamujongo kigenda gishonga; nk'uko bigendekera ikirambu, na bo ntibakabone izuba!

10Uburakari bw'Imana nibwihutire kubatsemba, kurusha uko umuriro utwika inkwi z'amahwa.

11Naho intungane izashimishwa no kubona uko ihorewe, yogereze ibirenge byayo mu maraso y'abagiranabi.

12Maze rubanda bazavuge bati «Koko ubusugire bw'intungane bubaho, kandi hariho Imana ica imanza ku isi!»

## Zaburi 59

### Isengesho ry'umuntu abanzi bamereye nabi

1*Igenewe umuririmbisha, ikaririmbwa nk'iyitwa «Witsemba». Iri mu zo bitirira Dawudi, bakayiririmba banihiriza ijwi. Yayihimbye igihe Sawuliyohereje abantu ngo bagote urugo rwe bamwice.*

2Mana yanjye, nkiza abanzi banjye, undinde abaje kuntera.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Nkiza abagiranabi, unkure mu maboko y'abantu b'imenamaraso.

4Koko rero ngaha baciye igico ari jye bibasiye, Uhoraho, dore abanyamaboko
bakoraniye kuntera, kandi nta kosa nta n'icyaha nakoze!

5Nta kibi cyangaragayeho, ariko dore bahururiye kuntega. Kanguka, uze aho ndi
wirebere nawe,

6wowe Uhoraho,Mugaba w'ingabo,Mana ya Israheli!Kanguka,uhe ibihano ariya
mahanga yose;abo bagambanyi b'abagiranabi, ntugire n'umwe ubabarira! *(guceceka
akanyagato)*

7Nimugoroba bagaruka bakankama nk'imbwa, bakazenguruka umugi wose.

8Dore ngabo! Urwasaya rwabo rwuzuye urukonda, bafite inkota ku binwa byabo.
Mbese hari ubumva?

9Wowe, Uhoraho, urabaseka, abo banyamahanga bose ukabahinyura!

10Mbaraga zanjye, ni wowe ndangamiye, Imana ni yo buhungiro bwanjye
butavogerwa.

11Imana yuje ineza irangoboka, maze ikampa guhinyura abanyubikiye bose.

12Wihutiraho ngo ubice, ejo umuryango wanjye utava aho ubyibagirwa, ahubwo
imbaraga zawe nizibatigise, zibacishe bugufi, Nyagasani, ngabo yacu nikingira!

13Iyo babumbuye umunwa gusa, bahita bagwiza ibyaha: bazahanirwe ubwirasi
bwabo, ku mpamvu y'imivumo n'ibinyoma bakwiza!

14Batsembane ubukana,ntihagire n'umwe uhonoka,maze bamenye ko Imana ari yo
iganje mu gihugu cya Yakobo, kugeza ku mpera z'isi. *(guceceka akanya gato)*

15Nimugoroba bagaruka bakankama nk'imbwa, bakazenguruka umugi wose,

16bakawuzerera bashaka ibyo barya; baba batijuse, bagakesha ijoro baboroga.

17Jyeweho ndarata imbaraga zawe, nkamamaza ineza yawe kuva mu gitondo, kuko
wambereye umurwa w'amakiriro, n'ubuhungiro ku munsi w'amage.

18Nzagucurangira, wowe mbaraga zanjye, wowe Mana imbereye umurwa
w'amakiriro, wowe Mana yuje ineza!

## Zaburi 60

### Isengesho rusange ry'imbaga imaze kuneshwa mu ntambara

1Igenewe umuririmbisha. Iririmbwa nk'iyitwa «Lisi y'Isezerano». Iri mu zo bitirira
Dawudi, bakayiririmba banihiriza ijwi. Igenewe kwigisha.

2*Yahimbwe igihe Dawudi arwanye n'Abanyaramu bo muri Mezopotamiya, kimwe n'ab'i Soba; hanyuma
Yowabu yahindukira akanesha Edomu,*


© 2012, Bible Society of Rwanda.

*basakiraniye mu mubande w'Umunyu, akajujubya abantu ibihumbi cumi nabibiri.*

3Mana yacu, waradutaye, turatagarana; wari waturakariye, ariko ongera udukomeze.

4Wahungabanyije isi, urayisatagura; none gira usane ibyuho byayo, kuko igiye kuriduka!

5Umuryango wawe wawugejeje ahaga,maze utunywesha divayi isindisha ! *(guceceka akanya gato)*

6Abakubaha wabahaye ikimenyetso, ugira ngo bahunge abarashi!

7Kugira ngo inkoramutima zawe zirokoke, dukirishe indyo yawe, maze udusubize.

8Imana yavugiye mu Ngoro yayo ntagatifu, iti «Ndatsinze! Negukanye Sikemu, umubande wa Sukoti nywucemo imigabane!

9Gilihadi ibaye iyanjye, na Manase ni iyanjye; Efurayimu ihindutse ingofero y'icyuma nambaye ku mutwe, naho Yuda ni inkoni yanjye y'ubutegetsi;

10Mowabu yo ibaye igikarabiro niyuhagiriramo, inkweto zanjye nkazirambika kuri Edomu, ngakoma akamu, nteye Ubufilisiti.»

11Ni nde uzanjyana mu mugi ucinyiye, ni nde uzangeza muri Edomu?

12Nta wundi utari wowe, Mana yadutaye, none ukaba utagitabarana n'ingabo zacu.

13Gira uze udutabare, udufashe kurwanya abanzi, kuko ubuvunyi buturuka ku bantu ari nta cyo bugeraho.

14Nituba hamwe n'Imana ni bwo tuzatsinda, ni yo izaribata abanzi bacu.

## Zaburi 61

### Isengesho risabira umwami

1*Igenewe umuririmbisha, igaherekezwa n'inanga y'imirya. Iri mu zo bitirira Dawudi.*

2Mana yanjye, umva ugutakamba kwanjye, uhugukire isengesho ryanjye.

3Aho ndi ku mpera z'isi, ni wowe niyambaza iyo umutima wanjye wacitse urukendero. Uzanjyana unshyire hejuru y'urutare rurerure ntakwigezaho,

4kuko ari wowe buhungiro bwanjye, n'umunara udahangarwa, imbere y'abanzi banjye.

5Icyampa ngo nibere mu ihema ryawe iteka ryose,akaba ari ho mpungira, nkihisha mu mababa yawe! *(guceceka akanya gato)*

6Koko, Mana yanjye, wumvise imihigo nakugiriye maze abatinya izina ryawe ukabaha umugabane bakwiye.

7Uhe umwami kumara iminsi n'iminsi, imyaka ye ihinduke ibisekuruza


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'ibisekuruza.

8Nateke ijabiro ubuziraherezo mu maso y'Imana, ineza n'ubudahemuka byayo bimurinde.

9Ubwo rero nzacurangira izina ryawe ubuziraherezo, kandi nubahirize buri munsi imihigo nakugiriye.

## Zaburi 62

### Imana yonyine ni yo sangano ry'amahoro

1*Igenewe umuririmbisha. Yahimbwe bakurikije Yedutuni. Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

2Imbere y'Imana yonyine, umutima wanjye ni ho ugubwa neza; agakiza kanjye, ni yo gakomokaho.

3Ni yo yonyine rutare rwanjye n'agakiza kanjye; ni yo buhungiro butavogerwa: sinteze guhungabana.

4Muzahereza hehe kwiroha mwese ku muntu umwe,kugira ngo mumwese hasi,agwe nk'urukuta rwari rusanzwe ruhengamye,cyangwa nk'inkike yari isanzwe inyeganyega?

5Imigambi yabo ni iyo kumuziza umwanya arimo,bagahimbazwa no kumubeshyera gusa;ku rurimi ugasanga bavuga amagambo y'umugisha,nyamara mu mitima yabo haganje imivumo. *(guceceka akanya gato)*

6Mutima wanjye, shakira amahoro iruhande rw'Imana yonyine, kuko amiringiro yanjye yose ari yo akomokaho.

7Ni yo yonyine rutare rwanjye n'agakiza kanjye, ni yo buhungiro butavogerwa, sinteze guhungabana.

8Agakiza kanjye n'ishema ryanjye mbikesha Imana; ni yo rutare rudahangarwa n'ubuhungiro bwanjye.

9Rubanda mwese, nimuyiringire igihe cyose, muyibwire ikibari ku mutima; rwose Imana ni yo buhungiro bwacu! *(guceceka akanya gato)*

10Koko bene muntu ni nk'umwuka ushira ako kanya, n'ab'ibikomerezwa ni ubusabusa; bose hamwe ubashyize ku munzani, wasanga umwuka ubarusha kuremera.

11Ntimukiringire gutwaza igitugu, ngo muhihibikanire kunyaga iby'abandi. Ubukungu nibwiyongera, ntimukabuzirikeho umutima wanyu!

12Hari ikintu kimwe Imana yavuze, na bibiri numvise, ari byo by'ibi: icya mbere ni uko ububasha bwose ari ubw'Imana,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13koko, Nyagasani, ineza yose ni wowe iturukaho, ikindi ni uko uhemba buri muntu ukurikije ibikorwa bye.

## Zaburi 63

### Kugira inyota y'Imana

1*Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi; yayihimbye igihe yari mu butayu bwa Yuda.*

2Nyagasani, ni wowe Mana yanjye, mpora ngushaka uko bukeye!

*Umutima wanjye ugufitiye inyota,*
*n'umubiri wanjye ukakugirira urukumbuzi,*
*meze nk'ubutaka bw'agasi, bwabuze amazi bukumirana.*

3Naguhanze amaso aho uri mu Ngoro ntagatifu, mbona ububasha bwawe n'ikuzo ryawe;

4ineza yawe nsanga yaguranwa amagara y'umuntu, umunwa wanjye uhora ukwamamaza.

5Koko nzahora ngusingiza igihe cyose nkiriho, izina ryawe nditegere amaboko nkwiyambaza.

6Nzamera nk'umuntu wahaze ibinure n'imisokoro, ibitwenge bimpore ku munwa kubera ibyishimo, maze ndirimbe nezerewe kubera ibisingizo byawe.

7Iyo ngutekerereje aho ndyamye, mara amasaha ngusenga,

8kuko utahwemye kuntabara, nzavugiriza impundu aho nibereye mu gicucu cy'amababa yawe.

9Nkwizirikaho n'umutima wanjye wose, ukuboko kwawe kw'indyo kukandamira.

10Abibasiye rero amagara yanjye ngo bampitane, barakarimbuka ari bo, barindimukire ikuzimu mu nda y'isi !

11Baragashirira ku bugi bw'inkota, bahinduke ibiryo by'ingunzu.

12Nuko umwami azanezezwe n'Imana: uzamurahira wese bizamuhesha ishema, naho akanwa k'abanyabinyoma kazibe.

## Zaburi 64

### Urubanza Imana icira abatoteza abandi

1*Igenewe umuririmbisha. Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

2Mana yanjye, umva amaganya yanjye, urinde amagara yanjye umwanzi gica;

3umpishe kure y'abicanyi bangambanira, kure y'abagizi ba nabi bahuje umugambi.

4Dore batyaje indimi zabo boshye inkota, batamika imyambi yabo, ari yo magambo


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

asesereza bavuga,

5kugira ngo barase rwihishwa umuntu w'indakemwa, ngo bamurase bamutunguye nta cyo bishisha.

6Bahirimbanira kunguka inama mbi, bagahimba amayeri yo guhisha imitego bamutega, bavuga bati «Ni nde uzabimenya?»

7Buzuriza hamwe imigambi y'ubugizi bwa nabi, bakigamba bavuga bati «Ibyo dushaka kugeraho turabinogeje rwose; burya mu nda ni kure, umutima w'umuntu ntugerwaho!»

8Ariko Imana yagize itya irabarasa, umwambi irekuye ubagwa gitumo, urabakomeretsa!

9Ururimi rwabo ni rwo rubahindutse, maze ubabonye wese akazunguza umutwe.

10Koko, umuntu wese byamukuye umutima, yamamaza ibyo Imana yakoze, kandi na we yumviraho.

11Intungane niyishimire Uhoraho, imushakeho ubuhungiro, abafite umutima uboneye bose babyishimire.

## Zaburi 65

### Indirimbo yo gushimira Imana yatanze uburumbuke

1*Igenewe umuririmbisha. Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi. Ni indirimbo.*

2Mana iri i Siyoni, abantu bakwiye kugusingiza, kandi bakarangiza imihigo bakugiriye.

3Wowe wumva isengesho bakubwiye, abantu bose baza bakugana.

4Ibyaha bikunda kutuganza, ariko wowe ukabitubabarira.

5Hahirwa umutumirwa wihitiyemo ubwawe; ukamuha kwigumira mu bikari by'Ingoro yawe. Tuzahazwa ibyiza byo mu rugo rwawe, ibintu bitagatifu byo mu Ngoro yawe.

6Mu butungane bwawe, uratwumva ukadukorera ibitangaza, wowe, Mana Mukiza wacu, mizero ya bose kugeza ku mpera z'isi, no ku batuye ibirwa byo mu nyanja za kure cyane.

7Ububasha bwawe bushyigikira imisozi, ugakindikiza ubutwari,

8ugahosha urusaku rw'inyanja, urusaku rw'imivumba yazo, ukanacubya imyivumbagatanyo y'ibihugu.

9Ku nkiko z'isi baratangarira ibimenyetso werekana, ab'iburasirazuba n'iburengerazuba wabateye kuvuza impundu.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Wasuye isi, uyuhira amazi, maze uyigwizamo uburumbuke butagira ingano. Imigezi y'Imana isendereye amazi, maze ugategurira abantu imyaka ibatunga. Dore uko utegura ubutaka:

11uyobora amazi mu mayogi, ugasanza amasinde, ukagusha imvura y'umurindi ngo ibworoshye, maze ugaha umugisha imbuto zimeramo.

12Umwaka uwusoza uwuhunda ibyiza byawe, aho unyuze hose hagasigara uburumbuke buteye ubwuzu.

13Ubwatsi bw'amatungo, buratohagira mu butayu, utununga ugasanga duteye ubwuzu,

14inzuri zikanyanyagiramo amashyo arisha, n'imibande ikazimagizwa n'imyaka yeze. Nuko byose bigasabagizwa n'ibyishimo, bikaririmba.

## Zaburi 66

### Gushimira Uhoraho watabaye imbaga ye

1*Igenewe umuririmbisha. Ni indirimbo. Ni zaburi.*

Mahanga yose, nimusingize Imana,

2muririmbe ikuzo ry'izina ryayo, muyikuze muvuga ibisingizo byayo.

3Nimubwire Imana muti «Mbega ibikorwa byawe ngo biratera ubwoba! Abanzi bawe bageze aho kuguhakwaho kubera ububasha bwawe bukaze.

4Abatuye isi bose bapfukamye imbere yawe,bakagucurangira baririmba izina ryawe!» *(guceceka akanya gato)*

5Nimuze mwirorere ibikorwa by'Imana, yo abantu batinyira imyato:

6yahinduye inyanja ubutaka bwumutse, n'uruzi barwambuka ku maguru rwakamye kare; ni yo mpamvu tuyigirira ibirori.

7Ku bubasha bwayo,iraganje ubuziraherezo,amaso yayo akagenzura amahanga yose,kugira ngo ibyigomeke bitabyutsa umutwe. *(guceceka akanya gato)*

8Bihugu mwese, nimurate Imana yacu, muhanike amajwi muririmba ibisingizo byayo;

9kuko ari yo itubeshejeho, kandi ntireke ibirenge byacu bidandabirana.

10Nyamara, Nyagasani, ntiwabuze kuduha ibigeragezo, maze uratuyungurura nk'uko bayungurura feza.

11Watuganishije aho umutego uri, maze uwo mutego udukobanya ibiyunguyungu.

12Wemeye ko batugira nk'itungo riheka imizigo, utunyuza mu muriro no mu mazi,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ariko amaherezo ubidukuramo, turahumeka.

13None ninjiye mu Ngoro yawe nzanye ibitambo bitwikwa, nje kuguhigura nk'uko nabisezeranye,

14nkabyivugira ubwanjye igihe nari ngeze ahaga.

15Ndagutura ibitambo bitwikwa by'amatungo y'imishishe,hamwe n'impumuro nziza y'inyama z'amapfizi y'intama,ndetse ngerekeho n'ibimasa n'amasekurume y'ihene. *(guceceka akanya gato)*

16Abubaha Imana mwese, nimuze mwumve, mbatekerereze ibitangaza yankoreye.

17Uko umunwa wanjye wamutakiraga, ni na ko ururimi rwanjye rwamusingizaga.

18Iyo umutima wanjye utwarwa n'ikibi, Nyagasani nta bwo aba yaranteze amatwi.

19Ariko Imana yaranyumvise, yita ku isengesho ryanjye riyitakambira.

20Imana iragahora isingizwa, yo itirengagije isengesho ryanjye, cyangwa ngo ireke kungirira ubuntu.

## Zaburi 67

### Isengesho rusange nyuma y'isarura

1*Igenewe umuririmbisha; igaherekezwa n'inanga z'imirya. Ni zaburi igenewe kuririmbwa.*

2Imana nitubabarire, maze iduhe umugisha, itwereke uruhanga rwayo rubengerana,

3kugira ngo ku isi bazamenye ko ari wowe ugenga,n'amahanga yose amenye ko ari wowe ukiza. *(guceceka akanya gato)*

4Mana yacu,imiryango yose nigusingize,imiryango yose nigusingirize icyarimwe!

5Amoko yose niyishime,aririmbe,kuko utegekana ubutabera ibihugu byose,ukagenga amahanga yose y'isi. *(guceceka akanya gato)*

6Mana yacu, imiryango yose nigusingize, imiryango yose nigusingirize icyarimwe!

7Ubutaka bwacu bweze imbuto, Nyagasani, Imana yacu, aduhunda atyo imigisha.

8Imana niduhe umugisha, kandi niyubahwe n'isi yose aho iva ikagera.

## Zaburi 68

### Imyato y'Uhoraho mu mateka ya Israheli

1*Igenewe umuririmbisha. Iri mu zo bitirira Dawudi, ni zaburi igenewe kuririmbwa.*

2Imana nihaguruke , maze abanzi bayo bakwire imishwaro, n'abayirwanya bahungire kure yayo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Uko umwotsi uyoyoka, na bo ubahindure ubusa; uko ibishashara bishonga ku muriro, abo bagome bashirire imbere y'Imana.

4Naho intungane zihore mu byishimo, zitete imbere y'Imana, zihamirize ubudahwema zinezerewe.

5Nimuririmbire Imana, mucurange izina ryayo, nimurate Nyamugendera ku bicu; izina rye ni Uhoraho, nimumubyinire!

6Ni Umubyeyi umenya impfubyi, akanarenganura abapfakazi; nguko uko Imana imeze mu Ngoro yayo ntagatifu.

7Abatagira kivurira,Imana ibubakira urugo,imfungwa ikazibohora,ikazisubiza umudendezo,naho abantu b'ibyigomeke ikabatuza ku gasi. *(gucececka akanya gato)*

8Nyagasani, igihe wagendaga ku isonga y'imbaga yawe, igihe wakatazaga mu butayu,

9isi yahinze umushyitsi, ndetse n'ijuru rirashonga, imbere y'Imana yigaragarije kuri Sinayi, imbere y'Imana, Imana ya Israheli.

10Mana, wajyaga usesekaza imvura y'umurindi, wabona inyarurembo zawe zarembye, ukazisubiza imbaraga.

11Indeka yawe babonyemo ikibanza, ni wowe, Mana, wayibakebeye kubera ubuntu ugirira abakene.

12Nyagasani avuga ijambo rimwe, maze intumwa ze zigasesekara ari igitero,

13zigira ziti «Abami n'ingabo zabo bahunze, bahunze ubutarora inyuma, none imitako y'ingo zabo abagore bayigize iminyago, barayikwiza. Mwasigara muryamye mu macumbi mukora iki?

14Hari amababa y'inuma ahunze feza, n'amoya yayo atatse zahabu.

15Umusumbabyose yatatanyije abami, ku musozi w'urwijiji haragwa amasimbi.»

16Musozi w'Imana, musozi w'i Bashani! Musozi w'ibihanamanga, musozi w'i Bashani!

17Misozi y'ibihanamanga, kuki mwarebana ishyari umusozi Imana yishakiye guturaho? Nyamara ni ko bimeze, Uhoraho azawuturaho mu bihe byose!

18Amafarasi Imana iremesha urugamba ni uduhumbi n'uduhumbagiza! Ni yo Umutegetsi yajeho kuri Sinayi, ajya mu Ngoro ntagatifu.

19Wazamutse mu bitwa,maze ufata ingaruzwamuheto,abantu ubahabwaho amaturo,ndetse n'abigometse,ngo ubashe kwiyubakira Ingoro,Uhoraho Mana yacu!

20Nyagasani aragahora asingizwa iminsi yose!Iyo Mana ni yo dukesha gutsinda. *(gucececka akanya gato)*

21Iyo Mana ni yo itubera Imana yuje imitsindo, Nyagasani Uhoraho ni we utuma

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

umuntu ahonoka urupfu.

22Ariko Imana ijanjagura imitwe y'abanzi bayo, ikamena agahanga gapfukiriyeho urusatsi, k'umuntu utunzwe no gukora nabi.

23Nyagasani aravuze ati «Nzagarura abagiye i Bashani, ndohore abarokeye mu ndiba y'inyanja,

24kugira ngo ubanyukanyukire mu maraso, maze imbwa zawe zirye imirambo y'abo banzi.»

25Mana, babonye imitambagiro yawe, imitambagiro y'Imana yanjye, n'umwami wanjye, mu Ngoro ntagatifu.

26Abaririmbyi bagendaga imbere, abacuranzi bakabaza inyuma, hagati hari abakobwa bavuza utugoma.

27Nimusingize Imana mu makoraniro, musingirize Nyagasani ku isoko ya Israheli.

28Hari bene Benyamini, umuhererezi, hakaba ibikomangoma byo kwa Yuda, n'ibikomangoma byo kwa Zabuloni, n'ibyo kwa Nefutali.

29Imana yawe yakugeneye gukomera: Mana, erekana rero imbaraga zawe, wowe wagaragaje ibigwi ari twe urwanaho.

30Abami nibabona Ingoro yawe iri ahirengeye muri Yeruzalemu, bazatanguranwa bakuzanira amaturo.

31Kangara cya gikoko cyo mu rufunzo, na bwa bushyo bw'ibimasa n'inyana bitagira ingano, n'ibigendesha inda byose bifite imboho z'ifeza. Tatanya imiryango ikunda imirwano!

32Abantu b'abakire baturutse mu Misiri,Abo muri Nubiya barambuye ibiganza babyerekeje ku Mana.*(guceceka akanyagato)*

33Ngoma z'isi, nimuririmbire Imana, mucurangire Nyagasani!

34We ugendera mu bushorishori bw'ijuru rya kera na kare! Ng'uwo aranguruye ijwi, ijwi rikomeye cyane:

35ububasha nimubuharire Imana! Ububengerane bwayo buganje hejuru ya Israheli, ububasha bwayo bukaba mu bicu.

36Mana, aho uri mu Ngoro yawe, uhorana icyusa. Imana ya Israheli ni yo iha abantu bayo imbaraga n'ubushobozi. Imana nisingizwe!

## Zaburi 69

### Isengesho ry'intungane iri mu mibabaro

1*Igenewe umuririmbisha. Mu ijwi rya «Amalisi». Iri mu zo bitirira Dawudi.*

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2Ndohora, Mana yanjye, kuko amazi angeze mu ijosi.

3Ndarigita mu isayo, simfite aho nashinga ikirenge; nazikamye mu kizenga, n'umuvumba urampururana.

4Singishobora no gutabaza, umuhogo wanjye wasaraye; amaso yanjye yaruhijwe no gutegereza Imana yanjye.

5Abanyangira ubusa, bararuta ubwinshi umusatsi wanjye; abo banyazi bafite amaboko, barampiga, baranyishyuza ibyo ntigeze niba.

6Mana, uzi neza ubupfu bwanjye, kandi n'ibicumuro byanjye ntibikwihishe.

7Nyagasani, Mugaba w'ingabo, sinzakoze isoni abakwiringira, ngo ntere ikimwaro abagushakashaka, Mana ya Israheli!

8Niyumanganya ibitutsi, ku mpamvu yawe, nkemera gukozwa isoni n'ikimwaro;

9nahindutse umunyamahanga mu bavandimwe, mba n'intamenyekana muri bene mama.

10Ni koko, ishyaka mfitiye Ingoro yawe riramparanya, n'ibyo bagutuka ni jye bishengura.

11Nicishije bugufi nsiba ibyo kurya, maze ibyo bimviramo ibitutsi;

12nambaye ikigunira cy'agahinda, nuko mpinduka urw'amenyo;

13abicaye ku irembo ni jye bataramiraho, n'abasinzi bangize indirimbo.

14Ubu rero, Uhoraho, wumve isengesho ryanjye; igihe cyo kuntabara kirageze, Mana, Nyir'ubuntu budashira, undengere kuko ari wowe nkesha agakiza.

15Unsayure mu nzarwe, nekuzikama; umvane mu minwe y'abanyibasiye, unkure mu mazi abira!

16Sintwarwe n'amazi ahurura, ikizenga ntikindenge hejuru, kandi sincubire mu kuzimu kw'imva!

17Unsubize, Uhoraho, kuko impuhwe zawe zihebuje; ugirire urukundo rwawe maze unyiteho;

18ntuhishe umugaragu wawe uruhanga rwawe, ndi mu kaga, ntutinde kuntabara;

19umbe hafi ngo undengere, unkize abanzi banjye.

20Uzi uko ntukwa, ngasuzugurwa, ngakozwa n'ikimwaro; abanzi banjye bose bakuri imbere.

21Ibitutsi byambihije umutima, bimviramo no kurwara; ntegereza uwangoboka, ndaheba, nshaka uwampoza, sinamubona!


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22Ibiryo byanjye babiroshyemo uburozi, inyota inyishe banyuhira indurwe.

23Ibirori byabo bizababagaruke, n'incuti zabo zibifatirwemo.

24Amaso yabo aragahumirako, n'umugongo ucike bubube.

25Ubacurireho umujinya wawe, n'umuriro w'uburakari bwawe ubokere.

26Urugo rwabo rurakaba itongo, amahema yabo abure abayatura.

27Barahuhura uwo wowe wihaniye, kandi bagashengura uwo wanegekaje.

28Ubahamye ibicumuro byabo byose, maze bekukugiraho ubwiregure;

29bahanagurwe mu gitabo cy'ubuzima, maze bekubarirwa hamwe n'intungane.

30Naho jyewe, w'ingorwa n'umubabare, ubuvunyi bwawe, Mana, buranyunamure!

31Ubwo nzaririmbe izina ryawe, kandi ndyamamaze mu bisingizo.

32Ibyo bizanyura Uhoraho, kurusha ikimasa namutura, cyangwa imfizi y'amahembe
n'ibinono.

33Abiyoroshya nibabibona, bazishima, bati «Mwebwe abashakashaka Imana,
murakagwira!»

34Kuko Uhoraho yumva abatishoboye, ntatererane abe bari ku ngoyi.

35Ijuru n'isi nibimurate, hamwe n'inyanja n'ibiyirukamo byose.

36Kuko Imana izarokora Siyoni, ikazasana imigi ya Yuda, bakahasubirana,
bakahatunga;

37inkomoko y'abagaragu bayo ikazaharagwa, maze abakunda izina ryayo
bakahatunga.

## Zaburi 70

### Isengesho ryo gutabaza Uhoraho

1*Igenewe umuririmbisha. Iri mu zo bitirira Dawudi. Ni iyo kwibuka.*

2Mana, ngwino unyikirize, Uhoraho, banguka, undengere!

3Nibakorwe n'ikimwaro, abanyifuriza urupfu bose! Nibasubire inyuma, kandi
bakozwe isoni, abanyifuriza nabi bose;

4abirirwaga banseka, nibatahane ikimwaro!

5Ahubwo nibaguhimbarirwemo, abagushakashaka bose; kandi abakunda agakiza
kawe, bavuge ubudahwema bati «Imana ni igihangange!»

6Naho jyewe, w'umukene n'imbabare, Mana, ubanguke untabare! Ni wowe buvunyi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bwanjye n'umukiza wanjye, Uhoraho, ntutindiganye!

## Zaburi 71

### Isengesho ry'umusaza

1Uhoraho, ni wowe buhungiro bwanjye, sinzateterezwa bibaho.

2Mu butabera bwawe unkiranure, undengere, untege amatwi maze undokore.

3Umbere urutare negamira, nshobora guhungiramo buri gihe; wiyemeje kunkiza, wowe rutare rwanjye rw'intamenwa.

4Mana yanjye, urankize abagiranabi, unkure mu minwe y'ababisha n'abagome.

5Ni wowe mizero yanjye, Nyagasani, Uhoraho, ni wowe niringira kuva mu buto bwanjye.

6Narakwisunze kuva nkivuka, unyitorera nkiva mu nda ya mama, ni cyo gituma nzahora ngusingiza.

7Abenshi baketse ko wamvumye, kandi ari wowe buhungiro bwanjye.

8Umunwa wanjye wuzuye ibisingizo byawe, iminsi yose ndirimba ikuzo ryawe.

9Ntunyibagirwe ngeze mu zabukuru, ngo untererane imbaraga zincika.

10Abanzi banjye baramvuga, n'abangenza banyumvikaniyeho.

11Baravuga bati «Imana yaramutereranye, nimumuhige, mumusumire, nta we uzamutabara!»

12Mana, ntunjye kure, Mana yanjye, ubanguke undengere!

13Abahiga amagara yanjye, nibagende bakorwe n'isoni! Abanyifuriza nabi, nibahazwe agasuzuguro n'ikimwaro!

14Naho jyewe, nzahora nkwizera, nkuririmbire ubudahwema ibisingizo.

15Nzatangaza ukuntu uri indahemuka, iminsi yose namamaze agakiza kawe, kuko ibyiza byawe bitagira ingano.

16Nzageza n'aho ndata ibigwi byawe, Uhoraho, ahasigaye namamaze ubudahemuka bwawe.

17Mana, wanyiyigishirije kuva mu buto bwanjye, na n'ubu ndacyarata ibyiza byawe.

18None ubwo ngeze mu zabukuru, Mana, ntuzantererane, kugira ngo nzashobore kumenyesha urubyiruko, kimwe n'imbyaro zose zizaza ibikorwa by'ububasha bwawe.

19Mana, ubudahemuka bwawe burahebuje, wowe wakoze ibintu by'agatangaza, Mana, ni nde uhwanye nawe?

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

20Ku mpamvu yawe nemeye amakuba n'ibyago; nyamara uzangarukira umbesheho, maze unzikure mu nyenga y'ikuzimu.

21Uzansubiza agaciro kanjye, maze wongere umpumurize.

22Nanjye nzagusingiriza ku murya w'inanga, nzagushimire ubudahemuka bwawe, Mana yanjye, nzagucurangira umuduri, wowe Nyir'ubutagatifu wa Israheli.

23Nzagusingiriza mu ndirimbo, nkuvugirize impundu kuko wanyunamuye.

24Iminsi yose nzamamaza ubutabera bwawe, kuko abanyifuriza nabi, bahagijwe agasuzuguro n'ikimwaro!

## Zaburi 72

### Umwami wasezeranyijwe

1*Yitiriwe Salomoni*

Mana, umwami umwegurire ubucamanza bwawe, uwo mwana w'umwami, umutoze ubutabera bwawe;

2acire umuryango wawe imanza ziboneye kandi arengere n'ingorwa zawe.

3Imisozi nikwize rubanda amahoro, n'imirenge ibazanire ubutabera.

4Azarenganura rubanda rugufi, arokore abatindahare, kandi aribate uwabakandamizaga.

5Azaramba ak'izuba, amare ibihe bitabarika nk'ukwezi;

6amere nk'imvura igwa mu rwuri, mbese nk'imvura y'umurindi ibobeza ubutaka!

7Mu gihe cye, ubutabera buzasagamba, n'amahoro asesure, mu mezi atabarika.

8Azategeka kuva ku nyanja kugera ku yindi, avane ku Ruzi ageze ku mipaka y'isi.

9Abamutambamiye bazapfukama imbere ye, maze abanzi be bazarigate umukungugu.

10Abami b'i Tarishishi n'ab'ibirwa bazamutura, abami b'i Seba, n'ab'i Saba bamurabukire.

11Abami bose bazapfukama imbere ye, amahanga yose amuyoboke.

12Azarokora ingorwa zitakamba, n'indushyi zitagira kirengera.

13Azagirira ibambe ingorwa n'utishoboye, aramire ubuzima bwabo.

14Azabakiza ububisha n'agahato, kuko we abona amagara yabo afite agaciro.

15Azaramba bamuture zahabu y'i Saba; bazamusabire ubudahwema, bamwifurize umugisha iminsi yose.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16Hazaba uburumbuke bw'ingano mu gihugu, amahundo ahungabane kugeza mu mpinga z'imisozi, atubuke nk'indabyo zo muri Libani, umusaruro ungane n'ibyatsi byo mu mirima!

17Izina rye rizavugwa ubuziraherezo, ubwamamare bwe bumare igihe nk'izuba! Imiryango yose y'isi izamuherwemo umugisha, amahanga yose amwite umunyahirwe!

18Haragasingizwa Uhoraho, Imana ya Israheli, we wenyine ukora ibitangaza!

19Izina rye ry'ikuzo riragasingizwa ubuziraherezo, ikuzo rye riragasakara ku isi yose! Amen! Amen!

20Ngiri iherezo ry'amasengesho ya Dawudi, mwene Yese.

## Zaburi 73

### Amahirwe y'abagiranabi bafite ubu azaherukwa n'igihanogikomeye

1*Ni zaburi ya Asafu.*

Koko, Imana ikunda Israheli, n'abafite umutima ukeye bose.

2Nyamara hari hato ngasitara, habuze gato ngo ngwe;

3kubera ishyari nari mfitiye abagiranabi, kubona byose ari bo bihira!

4Nta cyo bigomwa kugeza bapfa, igifu cyabo gihora cyuzuye;

5nta cyo bazi mu miruho y'abantu, ibyago bibacaho bikagwira abandi.

6Ubwirasi burababereye nk'umutako, urugomo rubizihiye nk'umwambaro;

7umurengwe ubatera kurebana agasuzuguro, ubucakura bukabasaguka umutima.

8Barannyegana, bakavugana ububisha, bigamba uko bari buhemuke;

9imvugo yabo itera no mu ijuru, akarimi kabo kararitse ibyo ku isi.

10Ni yo mpamvu umuryango wanjye ubohokaho, bakawuhira amagambo yabo nk'amazi,

11bavuga bati «Imana izabimenya ite? Uwo hejuru iriya hari icyo yimenyera?»

12None ngaha abagiranabi, baragwiza umutungo, nta cyo bikanga.

13Naho jye kugumana ubupfura byamariye iki, ngo aha ndaharanira ubuziranenge!

14Buri munsi ndakubitwa, kandi buri gitondo ngahabwa igihano;

15nyamara iyo niyemeza kuvuga nka bo, najyaga kuba ngambaniye abana bawe tuva inda imwe!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16Nuko mbanza gutekereza ngo mbyumve; ariko nsanga bimbereye urujijo,

17kugeza ubwo ninjira mu Ngoro y'Uhoraho, maze nsobanukirwa iby'amaherezo yabo.

18Ni koko, wabaganishije aharindimuka, ngo ubagushe mu mutego!

19Mbega ngo baracemererwa mu kanya gato! Bahindutse ubusa bishwe n'ubwoba!

20Nk'uko umuntu arota inzozi yakanguka akazibagirwa, nawe Nyagasani, uzabasuzugure, woye no kwibuka uko basa.

21Igihe umutima wanjye wari wuzuye amaganya, nashengutse umubiri wose,

22bwari ubugoryi bwo kutabyumva, nari igicucu mu maso yawe!

23Koko icyo gihe cyose nari kumwe nawe, umfashe ukuboko kw'iburyo.

24Uzanyoboresha inama zawe, maze uzangeze mu ikuzo ryawe.

25Ni nde wundi ngira mu ijuru wo kuntabara? Nta kindi kindi nakwifuza hano ku isi, kandi ngufite!

26Umubiri wanjye n'umutima wanjye bishobora gucogora, ariko wowe, Mana yanjye, uri urutare negamiye n'umugabane wanjye iteka ryose!

27Ngaha abakujya kure bararimbuka, abaguhungaho ukabatsemba.

28Naho jyewe, kwegera Imana ni yo mahirwe yanjye; Nyagasani Uhoraho, ni we niringiye, kugira ngo nzarate ibyiza byose yakoze.

## Zaburi 74

### Amaganya y'imbaga ntagatifu, Ingoro imaze gutwikwa nogusahurwa

1*Ni igisigo cya Asafu.*

Nyagasani, ni iki cyatumye uduta burundu? Ni iki cyatumye uburakari bwawe bugurumanira ubushyo bwo mu nkome yawe?

2Ibuka ikoraniro ryawe wironkeye kuva kera, ubwoko wishakiye ko bukubera imbata, wibuke n'umusozi wa Siyoni washinzeho Ingoro yawe!

3Zamuka werekeza muri ayo matongo; wirebere ibyo umwanzi yononnye byose mu Rusengero.

4Abagutambamiye bavugirije induru mu ijabiro ryawe watwakiriragamo, bahashinga amabendera yabo.

5Basaga n'abatutizi babanguye intorezo zabo mu ishyamba,

6bamenagurira icyarimwe amashusho, bayakubita intorezo n'amafuni!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7Ingoro yawe bayihereje inkongi, bahirika ku butaka inteko y'izina ryawe!

8Ubwo abo bagome banoza umugambi wo gutwika aho bagusengeraga hose mu gihugu.

9Nta hakiboneka ibimenyetso bikuranga, nta n'umuhanuzi ukibaho, kandi nta n'umwe muri twe uzi aho bizahereza!

10Mana, umwanzi azadutuka bihereze hehe? Mbese umwanzi azakomeza agusuzugure na ryari?

11Ni iki gituma udukuraho amaboko, ugakomeza kwipfumbata, nta cyo utumarira?

12Nyamara, Mana, uri umwami wanjye kuva kera na kare, ni wowe wagobotoye igihugu cyacu!

13Ni wowe wasatuye inyanja ku bubasha bwawe, ikiyoka cyo mu mazi, ukimenagura imitwe.

14Ni wowe wajanjaguye imitwe ya cya Leviyatani, ukigaburira inyamaswa zo mu nyanja.

15Ni wowe wavubuye isoko n'umugezi, wumisha inzuzi zidakama.

16Umunsi ni uwawe, ijoro na ryo ni iryawe; ni wowe wahanze ukwezi n'izuba;

17ni wowe washinze imipaka yose y'isi, icyi n'itumba, ni wowe wabishyizeho.

18Uhoraho, uribuke ko umwanzi yagututse, ko inyoko y'abasazi yandavuje izina ryawe!

19Ubuzima bw'abagukunda, ntubugabize ibikoko, ntutererane buheriheri ingorwa zawe zagirijwe.

20Ibuka Isezerano ryawe, maze wirebere: amikingo yose y'igihugu yabaye indiri y'urugomo!

21Ntutume urenganywa atahana ikimwaro, ahubwo umukene n'imbabare bagende bakuramya!

22Uhoraho, tabara; urengere ibyawe, wibuke ibitutsi bidahosha bya bariya basazi!

23Ntiwibagirwe induru y'abanzi bawe, n'akamu kiyongera k'abagusembura!

## Zaburi 75

### Imana ni yo mucamanza w'intabera

1*Igenewe umuririmbisha. Ijwi rya «Witsemba». Ni zaburi ya Asafu.*

2Turagushimira, Mana, turagushimira, turiyambaza izina ryawe, tukamamaza ibyiza byawe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Uhoraho aravuga ati «Igihe nagennye nikigera, jyewe nzaca imanza zitabera.

4Isi ishobora guhungabana,kimwe n'abayituye bose,ariko ni jye ushyigikiye inkingi zayo. *(guceceka akanya gato)*

5Nabwiye abirasi nti 'Nimurekere aho kwirata!' n'abagiranabi nti 'Mutongera gushinga ijosi;

6nimwoye gukabiriza ububasha bwanyu, nimuhore ayo mateshwa yanyu!'»

7Imana ntiturutse mu burasirazuba cyangwa mu burengero bwaryo, emwe ntinavuye mu butayu cyangwa mu misozi;

8nyamara ngiyi iraje, yo mucamanza w'intabera, ucisha bugufi bamwe, abandi akabakuza.

9Uhoraho afite igikombe mu ntoki ze, kirimo divayi isharira kandi isembuye. Abagiranabi bose b'isi bazayinywa, bayikonoze kugeza ku matepfu.

10Naho jyewe, nzahora nsabagizwa n'ibyishimo, kandi nzacurangira Imana ya Yakobo,

11ari na yo izacubya ubwirasi bw'abagiranabi, maze ab'indahemuka babyutse umutwe.

## Zaburi 76

### Igisingizo cy'Imana itanga umutsindo

1*Igenewe umuririmbisha. Ku nanga z'imirya. Iyi ndirimbo ni zaburi ya Asafu.*

2Uhoraho yimenyekanyije muri Yuda, izina rye ryamamaye muri Israheli;

3yashinze ihema rye i Salemu, naho i Siyoni ahagira ikambere.

4Ni ho yavunaguriye intwaro z'intambara,ingabo, inkota n'imyambi. *(guceceka akanya gato)*

5Uhoraho, mbega ngo uraba impangare, kubera ibirundo by'iminyago wabacuje!

6Ingabo z'intwari zaratsinzwe, zamburwa intwaro zazo zose, ari uko zatwawe n'ibitotsi.

7Igihe ubakangaranyije, Mana ya Yakobo, ibigari n'amafarasi byaracemerewe!

8Mbega ukuntu uteye ubwoba! Ni nde waguhangara igihe cy'uburakari bwawe?

9Itangazo ryawe ryumvikanira mu ijuru, isi igahindagana maze igatuza,

10kuko Uhoraho ahagurukiye urubanza, ngo arokore intamenyekana zo ku isi. *(guceceka akanya gato)*

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[11]Ndetse n'ubukana bw'abakurwanya buzaguheshe ikuzo, maze abaguhonotse ubagire imbata.

[12]Nimugirire Uhoraho Imana yanyu amasezerano kandi mujye muyuzuza; mwebwe mwese abamwegereye, nimuzanire amaturo Imana y'Impangare.

[13]Ni we ucubya ubwirasi bw'ibikomangoma, agakangaranya abami b'isi.

## Zaburi 77

### Mu byago by'ubu ngubu Imana izatabara Israheli, nko mu bihe byakera

[1]*Igenewe umuririmbisha, na Yedutuni. Iyi zaburi iri mu iza Asafu.*

[2]Imana ni yo niyambaza, ndayitabaza, Imana ni yo niyambaza, kandi iranyumva.

[3]Igihe ndi mu kaga, ndangamira Uhoraho, mutegera amaboko ijoro ryose, ubutarambirwa, mbona ko nta kindi cyampoza.

[4]Iyo nibutse Imana,nsuhuza umutima,nakomeza kubizirikana, ngacika intege. *(guceceka akanya gato)*

[5]Nyagasani, ntutuma ngoheka, mfite igishyika, nabuze icyo mvuga;

[6]ndibuka iminsi ya kera, n'imyaka yo mu gihe cyahise;

[7]ijoro ryose nkarara nibaza, ntekereza nshaka uko nabyumva.

[8]Mbese Uhoraho yadutererana burundu, bigatuma atazongera kudutonesha ukundi?

[9]Mbese impuhwe ze zaba zarakamye, akaba nta cyo agifite kutubwira?

[10]Mbese Imana yibagiwe impuhwe zayo?Uburakari se bwatumye idukuraho umutima?

[11]Ndibwira nti «Umubabaro wanjye,ni uko Nyir'ijuru yatuzinutswe!» *(guceceka akanya gato)*

[12]Ndibuka ibikorwa byose by'Uhoraho, nkiyibutsa ibitangaza byawe bya kera,

[13]nkazirikana ubutwari bwawe, maze nkagarukira ibigwi byawe.

[14]Mana, mbega uko inzira zawe ziboneye! Nta yindi mana yindi yagusumba!

[15]Ni wowe wenyine ukora ibintu by'agatangaza:wagaragarije amahanga yose ububasha bwawe.

[16]Umuryango wawe wagobotowe n'ukuboko kwawe,ari bo nkomoko ya Yakobo na Yozefu. *(guceceka akanya gato)*

[17]Mana, amazi yarakurabutswe, amazi yarakurabutswe maze arihinda, aribirindura kugeza no hasi ikuzimu!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

18Ibicu byavubuye amazi menshi, ari na ko inkuba zikubita, n'imyambi yawe
inyuranamo.

19Uko inkuba yawe yoromaga, n'imirabyo ikamurika hose, ni na ko isi yatigitaga,
igahinda umushyitsi.

20Wihangiye inzira mu nyanja, uca ikirari mu ndiri yayo, ntihagira n'umwe umenya
aho unyuze.

21Umuryango wawe wawuyoboye nk'ishyo, ukoresheje ikiganza cya Musa na Aroni.

## Zaburi 78

### Ibyiza bitabarika Imana yakoreye umuryango wayontibikibagirane !

1*Ni igisigo cya Asafu*

Muryango wanjye, wumve neza ibyo nkwigisha, utege amatwi amagambo y'umunwa
wanjye;

2ngiye kuvugira mu migani, ngo ntangaze amayoberane y'ibihe byahise.

3Ibyo twabwiwe, kandi tumenyereye, ibyo ba data batugejejeho,

4natwe ntituzabihisha abana bacu, ahubwo tuzamenyesha urubyaro rwacu, ibyo
bazakurizaho gusingiza Uhoraho, ububasha bwe n'ibyiza yakoze.

5Yashingiye itegeko Yakobo, ashyiraho amabwiriza muri Israheli, ategeka ababyeyi
bacu kubimenyesha abana babo,

6kugira ngo ab'igisekuruza kizaza babimenye, ari bo bana bazavuka, ngo na bo
bazabigeze ku mbyaro zabo.

7Ni ibyo bizatuma bizera Imana, bakirinda kwibagirwa ibyo yakoze, ahubwo
bagahugukira amategeko yayo;

8bityo ntibazabe nk'ababyeyi babo, igisekuruza kitagira umutima ushyitse, ntikigire
imigambi ihuje n'iy'Imana.

9Abo mu muryango wa Efurayimu bari bazi kurashisha umuheto, niba baratsimbuwe
ku rugamba,

10ni uko bataye Isezerano ry'Imana, bakanga gukurikiza amategeko yayo.

11Biyibagije ibigwi byayo, n'ibyiza yari yarabagiriye,

12bya bitangaza yakoreye imbere y'ababyeyi babo, mu gihugu cya Misiri, mu mirambi
ya Tanisi.

13Yasatuye inyanja, maze irabahitisha, kandi ihagarika amazi nk'inkike;

14ku manywa ibayoboza agacu kererana, n'icyezezi cy'umuriro buri joro.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Yasaturiye ibitare mu butayu, ngo ibuhire isoko y'amazi afutse;

16urutare irubyaza imigezi itemba nk'amasumo.

17Nyamara bo bakomeje kuyicumuraho aho mu butayu, bagarambira Imana
Isumbabyose;

18biyemeza kwinja Imana, bayaka ibyo kurya ngo bahage.

19Bitotombeye Imana, bavuga bati «Mbese Imana yashobora kuduterera ameza mu
butayu?

20Ni koko, yakubise urutare, iruvuburamo imigezi y'amazi; ariko se, yashobora no
gutanga umugati, cyangwa ikabonera inyama umuryango wayo?»

21Uhoraho amaze kubyumva ararakara, umuriro wokera Yakobo, uburakari
bugurumanira Israheli,

22kuko batari bizeye Imana, ntibiringire ubuvunyi bwayo.

23Nuko itegeka ibicu byo hejuru, maze yugurura amarembo y'ijuru;

24ibanyanyagizaho manu ngo barye, ibaha ingano zo mu ijuru,

25muntu arya umugati w'abamalayika, ibohereza ibiribwa bibamaze ipfa.

26Nyuma ihuhera umuyaga w'iburasirazuba, kandi ku bubasha bwayo izana
umuyaga w'amajyepfo,

27maze ibamanuriraho inyama zinganya ubwinshi n'umukungugu, ibagushaho
inyoni z'uruhuri, nk'umusenyi wo ku nyanja;

28izirekurira rwagati mu ngando, hirya no hino y'amahema yabo.

29Bararya, maze barahaga, ibamara ityo irari bari bafite.

30Igihe batarashira ipfa, bagifite ibiryo mu kanwa,

31uburakari bw'Imana burabagwira, maze ibicamo ab'intwari, igubangura
abanyamaboko ba Israheli.

32Nyamara ibyo ntibyababujije gucumura, no kutizera ibitangaza byayo.

33Noneho ubuzima bwabo, ibuhuha nk'umuyaga, n'imyaka yabo ihita vuba na
bwangu.

34Iyo yabiraragamo, ni bwo bayishakashakaga, bakisubiraho, bakayigarukira!

35Ubwo bakibuka ko Imana ari yo rutare begamiye, ko Isumbabyose ari yo
ibarengera!

36Cyakora ntibayibwizaga ukuri, yari amagambo yo ku rurimi gusa;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

37umutima wabo wari uyiri kure, n'Isezerano ryayo bataryizeye.

38Nyamara yo, Nyir'ibambe, aho kubarimbura, ikababababarira; kenshi yacubije uburakari bwayo, ntiyakurikiza uko bayibabaje.

39Yibuka ko ari abantu gusa, barimo umwuka ushira vuba, ntugaruke.

40Mbega ngo barayigarambira mu butayu, bakayirakariza kenshi ahadatuwe!

41Bongeye kwinja Imana, no gushavuza Nyir'ubutagatifu wa Israheli,

42bibagirwa ibyo yabakoreye umunsi ibagobotora mu minwe y'abanzi!

43Nyamara yerekaniye ibimenyetso byayo mu Misiri, ikorera n'ibitangaza mu mirambi ya Tanisi;

44imiyoboro y'amazi iyihindura amaraso, kugira ngo batanywa ku migezi yabo.

45Yaboherereje ibibugu birabarya, n'imitubu irabajujubya;

46iterereza inzige mu myaka yabo, n'ibihore mu mbuto bavunikiye.

47Imizabibu yabo yayirimbuje urubura, n'imivumu yabo iyikobaguza amahindu;

48amatungo yabo iyagabiza urubura, n'amashyo yabo iyaterereza inkuba.

49Yabateje umuriro w'uburakari bwayo, umujinya, ubukana, n'ubumanjirwe, ibagabiza igitero cy'abamalayika b'icyorezo.

50Mu burakari bwayo ntiyabaterereje urupfu gusa, ahubwo ubuzima bwabo bwose, ibuteza umuze.

51Nuko inangura icyitwa uburiza cyose mu Misiri, n'abavutse mbere bo mu mahema ya Kamu!

52Hanyuma ihagurutsa imbaga y'umuryango wayo, iwuyobora mu butayu nk'ubushyo bw'intama.

53Ibayoborana ituze, nta kibatera inkeke, naho abanzi babo barenzweho n'inyanja.

54Yabinjije mu gihugu cyayo gitagatifu, ari wo musozi wigaruriwe n'indyo yayo.

55Yirukanye amahanga imbere yabo, igihugu cyayo ikibagabanyamo iminani, amahema yayo iyatuzamo imiryango ya Israheli.

56Nyamara bakomeje kugomera Imana Isumbabyose, no kuyitambamira baca ku mategeko yayo;

57barayitengushye kimwe n'abasekuruza babo, basa n'umuheto uregutse ugatetereza nyirawo.

58Bayibabaje bajya mu masengero y'ahirengeye, bayitera ishyari kubera ibigirwamana byabo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

59Imana ibibonye ityo, irarakara, maze ihigika umuryango wa Israheli burundu;

60yimuka mu Ngoro y'i Silo, mu ihema yari yarashinze rwagati mu bantu.

61Ubushyinguro bw'Isezerano yaraburetse buranyagwa, icyayiheshaga ikuzo kigwa
mu maboko y'abanzi;

62umuryango wayo iwugabiza inkota, yibasira abari imbata zayo.

63Umuriro urimbura abasore babo, naho abakobwa babo ntibatahirwa ubukwe;

64abaherezabitambo bicishwa inkota, maze abapfakazi babo ntibabaririra.

65Ubwo Nyagasani arakanguka, nk'uwari usinziriye, nk'intwari isindutse divayi;

66maze atsemba abanzi abaturutse inyuma, abakoza isoni ibi bidasubirwaho.

67Ahigika umuryango wa Yozefu n'inzu ya Efurayimu ntiyayitora;

68ahubwo ahitamo inzu ya Yuda, umusozi wa Siyoni yikundira.

69Ahubaka Ingoro ye, arayikomeza nk'ibitwa by'ijuru, mbese nk'isi yashinze
ubuziraherezo.

70Nuko yitorera Dawudi ho umugaragu, amukuye mu rwuri rw'intama;

71amuvana inyuma y'intama zonsa, kugira ngo aragire Yakobo, umuryango we, na
Israheli, umurage we.

72Na we abaragirana umutima udakemwa, maze abayoborana ubwitonzi
n'ubuhanga.

## Zaburi 79

### Amaganya yatewe n'isenywa rya Yeruzalemu n'Ingoro

1*Ni zaburi ya Asafu* Mana, abanyamahanga barakurengereye, bahumanije Ingoro
yawe ntagatifu, Yeruzalemu bayihinduye amatongo.

2Imirambo y'abagaragu bawe, bayigaburiye ibisiga byo mu kirere; imibiri
y'abayoboke bawe, bayigaburira inyamaswa zo ku gasozi.

3Amaraso yabo bayamennye nk'umuvu w'amazi, mu mpande zose za Yeruzalemu,
kandi nta wasigaye ngo abahambe.

4Abaturanyi bacu baradutuka, twahindutse insuzugurwa mu badukikije.

5Mbese Uhoraho, uzarakara na ryari? ishyari ryawe se rizakomeza rigurumane
nk'umuriro?

6Ahubwo curira uburakari bwawe kuri ariya mahanga atakuzi, no kuri biriya bihugu
bitakwiyambaza,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7kuko bariye Yakobo, umuryango wawe, bakayogoza umutungo we.

8Ntuduhore ibicumuro by'abasekuruza bacu, udusanganize bwangu impuhwe zawe, kuko tugeze ahaga!

9Dutabare, Mana y'agakiza kacu, ugiriye ikuzo ry'izina ryawe; turokore, maze utubabarire ibyaha byacu, ugiriye izina ryawe.

10Ni iki cyatuma amahanga avuga ngo «Mbese Imana yabo iba hehe?» Nibabimenye, natwe tubyirebere, ko uhorera amaraso y'abagaragu bawe.

11Wumvane impuhwe amaganya y'ababoshye; wowe ufite ubushobozi umenye ubuzima bw'abaciriwe urwo gupfa.

12Nyagasani, inabi wagiriwe n'abaturanyi bacu, urayikube karindwi ibashegeshe umutima.

13Naho twebwe, umuryango wawe, ubushyo wiragiriye, tuzakuririmbire ibisingizo iteka, mu mbyaro zose twamamaze ikuzo ryawe.

## Zaburi 80

### Isengesho ryo gusaba Imana ngo isubiranye Israheli

1*Igenewe umuririmbisha. Mu ijwi rya «Lisi y'Isezerano». Ni zaburi ya Asafu.*

2Mushumba wa Israheli, tega amatwi, wowe uyobora Yozefu nk'ubushyo, wowe wicaye hejuru y'Abakerubimu, garagaza uwo uri we!

3Mu maso ya Efurayimu, Benyamini na Manase, garagaza ububasha bwawe, maze udutabare!

4Mana, tuzahure; ubengeranishe uruhanga rwawe, maze dukire!

5Uhoraho, Mugaba w'ingabo, uzahereza he kurakara, kandi umuryango wawe ukwiyambaza?

6Abawe wabahagije agahinda, ubuhira amarira barayasinda;

7watugize irwaniro ry'abaturanyi, abanzi bacu baduhindura urw'amenyo!

8Uhoraho, Mugaba w'ingabo, tuzahure, ubengeranishe uruhanga rwawe, maze dukire!

9Mu Misiri wahagemuye umuzabibu, wirukana amahanga, ngo wongere uwutere;

10wawukijije ibyari biwubambiye, na wo ushora imizi, ukwira igihugu cyose.

11Igicucu cyawo cyatwikiriye imisozi, maze amashami yawo yugamisha n'amasederi yatumburutse;

12ugaba amashami yawo kugeza ku nyanja, n'imishibuka yawo igera ku Ruzi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Ni kuki waciye icyuho mu ruzitiro rwawo, ukaba usoromwa n'abahisi n'abagenzi;

14amasatura ava mu ishyamba akawonona, n'inyamaswa z'agasozi zikawurisha?

15Uhoraho, Mugaba w'ingabo, dukundire, ugaruke, urebere mu ijuru, witegereze, maze utabare uwo muzabibu;

16urengere igishyitsi witereye, n'umucwira ugukesha imbaraga.

17Abawutwitse bakawurimbura, bazamarwe n'umunya w'uruhanga rwawe!

18Ikiganza cyawe kizahore kiramburiye kuri ya Ntore ishyigikiwe n'ukuboko kwawe, uwo mwana w'umuntu ugukesha imbaraga.

19Bityo ntituzongera kuguhungaho, uzatubeshaho, twiyambaze izina ryawe.

20Uhoraho, Mugaba w'ingabo, tuzahure, ubengeranishe uruhanga rwawe, maze dukire.

## Zaburi 81

### Indirimbo yo ku munsi w'ingando

1*Igenewe umuririmbisha, ikajyana n'inanga y'Abagati. Ya Asafu.*

2Nimuvugirize impundu Uhoraho, we mbaraga zacu, nimuhimbaze Imana ya Yakobo;

3Ngaho nimuririmbe, muvuze ishako, mucurange inanga, ijyane n'iningiri;

4nimuvuze impanda ku mboneko y'ukwezi, no ku nzora yako, umunsi wacu w'ibirori.

5Iryo ni itegeko muri Israheli, ryishyiriweho n'Imana ya Yakobo,

6itegeko yashinze inzu ya Yozefu, igihe yibasiye igihugu cya Misiri. Ndumva imvugo idasanzwe ngo

7«Urutugu rwe naruruhuye umuzigo, n'ibiganza bye birekura agatebo!

8Igihe untakambiye uri mu kaga,ndagutabara;ngusubiza nihishe mu bicu no mu nkuba,nkugeragereza ku mazi y'i Meriba. *(guceceka akanya gato)*

9Umva, muryango wanjye, nkuburire, Israheli, iyaba washoboraga kunyumva!

10Iwawe ntihakabe imana yindi, ntugapfukamire imana y'imvamahanga!

11Ndi Uhoraho, Imana yawe, yakuvanye mu gihugu cya Misiri; wasamure cyane umunwa wawe, nzawuzuza.

12Nyamara, umuryango wanjye ntiwumvise ijwi ryanjye, kandi Israheli ntiyanyumvira;

13nuko mbarekera ubugundire bw'umutima wabo, ngo bikurikirire ibyifuzo byabo.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14Iyaba ariko umuryango wanjye wanyumvaga! Iyaba Israheli yagenderaga mu nzira zanjye,

15mu kanya gato nakubita abanzi bayo, ngacyamurira ikiganza ku bayirwanya,

16abanga Uhoraho bagatangira kumukeza, bagahora bakangaranye ubuziraherezo!

17Naho umuryango wanjye nkawutungisha ingogore y'ingano, maze nkawuhaza ubuki bwo mu rutare!»

## Zaburi 82

### Abacamanza bagomba guca imanza zitabera

1*Ni zaburi ya Asafu.*

Imana ihagaze mu ikoraniro ry'ibyegera byayo, iracira imanza rwagati mu bikomangoma;

2iti «Muzahereza he guca imanza zidahwitse, no gushyigikira abagiranabi mubabera? *(guceceka akanya gato)*

3Ahubwo nimurenganure abanyantege nke n'impfubyi, murengere imbabare n'indushyi;

4nimurokore umunyantegenke n'umukene, mubagobotore mu minwe y'abagome!

5Ariko nta cyo baramenya, nta n'icyo bumva, bararindagira mu mwijima, bigeza n'aho inkingi z'isi zijegajega.

6Jyewe narivugiye nti 'Muri imana, kandi mwese muri abana b'Umusumbabyose!

7Nyamara, muzapfa kimwe na rubanda, maze muzashire nk'ikinyamubiri cyose!'»

8Uhoraho, haguruka ucire isi urubanza, kuko ari wowe mugenga w'amahanga yose.

## Zaburi 83

### Abanzi b'Imana n'aba Israheli nibakorwe n'ikimwaro

1*Iyi zaburi ni indirimbo ya Asafu.*

2Mana, wikomeza kwicecekera; wirebera gusa nk'ikiragi!

3Dore ngaha abanzi bawe barahinda, n'abakurwanya babyukije umutwe.

4Baragambanira umuryango wawe, banamanama kugusha abo urengera;

5baravuga ngo «Nimuze dutsembe umuryango wabo, maze izina rya Israheli rye kuzavugwa ukundi!»

6Bahurije inama hamwe, bumvikanira kukurwanya.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7Abo ni abatuye Edomu n'Abayismaheli, ab'i Mowabu, na bene Hagara,

8bene Gebali, Hamoni na Amaleki, Abafilisiti hamwe n'Abanyatiri;

9ndetse n'Abanyashuru bifatanyije na bo, ngo batize amaboko bene Loti.

10Uzabagire nk'ab'i Madiyani na Sizera, nka Yabini ku mugezi wa Kishoni;

11bashiriye ku iriba rya Harodi, bahinduka ifumbire y'ubutaka.

12Ibikomangoma byabo uzabigenzereze nka Orebu na Zehebu, abatware babo bose
ubagire nka Zebahi na Salimuna,

13bo bari barihaye kuvuga ngo «Twigarurire igikingi cy'Imana!»

14Mana yanjye, urabahungabanye nk'uko umurama uhuherwa n'umuyaga.

15Nk'uko umuriro uyogoza ishyamba, cyangwa ikirimi cyawo kikababura imisozi,

16nawe ubakurikize inkubi y'umuyaga, bahahamurwe na serwakira.

17Uruhanga rwabo urukwize ikimwaro, maze babaririze izina ryawe, Uhoraho!

18Bazahorane iteka isoni n'ubwoba, babure amizero, bicwe n'ikimwaro;

19maze bazamenyereho ko ari wowe wenyine, Uhoraho, Umusumbabyose ku isi
hose!

## Zaburi 84

### Indirimbo y'abajya mu Ngoro Ntagatifu

1*Igenewe umuririmbisha. Ikajyana n'inanga y'Abagati. Ni zaburi y'abahungu ba Kore.*

2Uhoraho, Mugaba w'ingabo, mbega ngo ingoro zawe zirantera ubwuzu!

3Umutima wanjye wahogojwe no gukumbura inkomane z'Uhoraho; umutima wanjye
n'umubiri wanjye, biravugiriza impundu, Imana Nyir'ubuzima.

4Ndetse n'igishwi cyibonera inzu, n'intashya icyari ishyiramo ibyana byayo, ku
ntambiro zawe, Uhoraho, Mugaba w'ingabo, Mwami wanjye, kandi Mana yanjye!

5Hahirwa abatuye mu Ngoro yawe,bakagusingiza ubudahwema! *(guceceka akanya
gato)*

6Hahirwa abantu bisunga ububasha bwawe, bahorana umugambi wo kugana Ingoro
yawe.

7Iyo bambutse ikibaya cya Rurira, bakibyaza amasoko, maze imvura y'impangukano
ikahuzuza ibidendezi.

8Uko bagenda ni ko imbaraga zabo ziyongera, maze bagatunguka imbere y'Imana i
Siyoni.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Uhoraho, Mana y'ingabo, umva isengesho ryanjye: utege amatwi, Mana ya Yakobo. *(guceceka akanya gato)*

10Mana, wowe ngabo twikingira, reba, witegereze uruhanga rw'intore yawe.

11Kuko umunsi umwe mu nkomane zawe undutira iyindi igihumbi namara ahandi, mpisemo kwigumira mu irebe ry'Ingoro y'Imana yanjye, aho gutura mu mahema y'abagiranabi.

12Koko Imana ni izuba, n'ingabo inkingira, Uhoraho agaba ubutoneshwe n'ikuzo; ntiyima ihirwe abagendera mu butungane.

13Uhoraho, Mugaba w'ingabo, hahirwa umuntu ukwiringira!

## Zaburi 85

### Uhoraho azagaba ihirwe

1*Igenewe umuririmbisha. Ni zaburi y'abahungu ba Kore.*

2Uhoraho, watonesheje igihugu cyawe, ugarura bene Yakobo bari barajyanyweho iminyago;

3wababariye umuryango wawe icyaha cyawo,uzimanganya ibicumuro byawo byose. *(guceceka akanya gato)*

4Wahosheje ubukana bwawe, uzibukira igikatu cy'uburakari bwawe.

5Tugarure, Mana mukiza wacu, maze ushire umujinya wari udufitiye.

6Mbese uzahora uturakariye igihe cyose, maze uburakari bwawe buhore bwiyongera?

7Si wowe se uzadukomorera ubuzima, maze umuryango wawe ukakuboneramo ibyishimo!

8Uhoraho, twereke impuhwe zawe kandi uduhe agakiza kawe.

9Ndashaka kumva icyo Uhoraho Imana avuze; aravuga iby'amahoro y'umuryango we n'abayoboke be, bapfa gusa kudasubira mu busazi bwabo.

10Koko ubuvunyi bwe buba hafi y'abamutinya, kugira ngo ikuzo rye rigume mu gihugu cyacu.

11Impuhwe n'ubudahemuka byarahuriranye, ubutabera n'amahoro birahoberana.

12Ubudahemuka buzamera busagambe ku isi, maze ubutabera bubururukireho buva mu ijuru.

13Uhoraho ubwe azabaha ihirwe, maze isi yacu izarumbuke imbuto.

14Ubutabera buzamugenda imbere, n'intambwe ze zigaragaze inzira.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Zaburi 86

### Ugutabaza kw'intungane itotezwa

1*Isengesho mu yo bitirira Dawudi.*

Uhoraho, tega amatwi, unsubize, kuko ndi umunyabyago w'umukene.

2Undwaneho kuko nakuyobotse, wowe Mana yanjye, ukize umugaragu wawe ukwiringiye.

3Nyagasani, ngirira imbabazi, ni wowe ntakira umunsi wose.

4Shimisha umutima w'umugaragu wawe, kuko ari wowe ndangamiye, Nyagasani.

5Nyagasani, wowe ugwa neza kandi ukagira ibambe, wowe ugirira impuhwe zihebuje abakwirukira bose.

6Utege amatwi, wumve isengesho ryanjye, uhugukire ijwi ryanjye ndagutakambira.

7Umunsi w'amage ndakwiyambaza, maze ukansubiza.

8Nyagasani, nta mana n'imwe muhwanye! Ibikorwa byawe ntibigereranywa.

9Amahanga yose wiremeye azaza agupfukamire, Nyagasani, maze ahimbaze izina ryawe,

10kuko uri igihangange, kandi ugakora ibitangaza, wowe wenyine, Mana y'ukuri!

11Uhoraho, unyigishe inzira zawe, nshobore gukurikiza ukuri kwawe; utoze umutima wanjye igitinyiro cy'izina ryawe.

12Nyagasani, Mana yanjye, nzakurata n'umutima wanjye wose, nzahimbaza izina ryawe iteka ryose,

13kuko impuhwe ungirira ari nyinshi, ukaba warazahuye umutima wanjye mu kuzimu.

14Mana yanjye, abirasi barampagurukiye, inteko y'abagiranabi yahigiye kunkuraho; ndetse nawe ntibanakwitaho.

15Ariko wowe, Nyagasani, Mana y'imbabazi n'impuhwe, wowe utinda kurakara, wowe wuje urukundo n'ubudahemuka,

16ngarukira maze undwaneho, utere inkunga umugaragu wawe, urokore umwana w'umuja wawe.

17Ugaragaze ko ngufiteho ubutoni, maze abanyibasiye bazakorwe n'isoni, nibabona ko ari wowe, Uhoraho, untabara ukampoza.

## Zaburi 87

### Siyoni ni yo gahuzamiryango

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1 *Ni indirimbo, iri muri zaburi z'abahungu ba Kore.*

Siyoni yubatse hejuru y'imisozi mitagatifu:

2 Uhoraho akunda amarembo yayo kurusha ingoro zose za Yakobo.

3 Abakuvuga bose baragusingiza, wowe, murwa w'Uhoraho! *(guceceka akanya gato)*

4 «Mbarira Misiri na Babiloni mu bihugu binzi, kimwe n'Ubufilisiti, Tiri na Etiyopiya;
hamwe n'abahavukiye bose!

5 Naho Siyoni bose bazayite 'Mubyeyi!' kuko buri muntu wese ayivukamo, kandi
Umusumbabyose, ni we uyikomeje.»

6 Uhoraho yandika mu gitabo cy'imiryango, ati «Uyu n'uriya, na bo bayivukiyemo!»

7 Maze ababyinnyi n'abaririmbyi bazatangarize hamwe ikuzo ryawe, Murwa
w'Uhoraho!

## Zaburi 88

### Isengesho ryo mu gihe cy'amakuba akomeye

1 *Ni indirimbo iri muri zaburi z'abahungu ba Kore. Igenewe umuririmbisha.*

*Ikaririmbwa bikiranya mu majwi anyuranamo Iri mu za Hemani, Umwezirahi.*

2 Uhoraho, Mana Mukiza wanjye, ndagutakira amanywa n'ijoro;

3 wakirane ubwuzu isengesho ryanjye, maze utege amatwi amaganya yanjye.

4 Kuko nugarijwe n'ibyago, n'urupfu rukaba rundi hafi.

5 Nsigaye mbarirwa mu batakiriho, nk'umuntu washizemo agatege.

6 Umwanya wanjye uri mu bapfuye, kimwe n'intumbi zirambitse mu mva, izo
utacyibuka ukundi, kuko wabakuyeho amaboko.

7 Wanzitse ikuzimu mu rwobo, mu mwijima w'icuraburindi;

8 uburakari bwawe buranshikamira n'imivumba yawe irancundagura.

9 Abari abanjye bose ubancaho, ungira agaterashozi mu maso yabo; ubu ndaboshye,
ubutinyagambura,

10 nahumye amaso kubera agahinda. Uhoraho, ndagutabaza umunsi wose, nteze
ibiganza mbikwerekejeho.

11 Mbese abapfuye ni bo uzakorera ibitangaza? Hari ubwo se baziyegura ngo
bagusingize?

12 Mbese mu mva ni ho baratira impuhwe zawe, cyangwa bakahavugira


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ubudahemuka bwawe?

13Mbese mu mwijima hari icyo bazi ku bitangaza byawe, cyangwa cy'ubutabera bwawe mu gihugu cy'abibagiranye?

14Ariko jyewe, ndagutakira, Uhoraho, kuva mu gitondo mba nakugejejeho isengesho ryanjye.

15Uhoraho, ni iki cyatuma untererana, ukampisha uruhanga rwawe?

16Nararushye ngera kure kuva mu buto bwanjye! Narihanganye, none ndananiwe.

17Uburakari bwawe bwaranyokereye, urancundagura none nsigaye ndi ubusa.

18Bwarangose nk'amazi umunsi wose, bunkoraniraho icyarimwe uko bungana.

19Abari abanjye bose wabanciyeho, nsigaye ntaramana n'umwijima.

## Zaburi 89

### Indirimbo n'isengesho byo kurata impuhwe z'Imana

1*Ni inyigisho iri mu za Etani, Umwezirahi.*

2Nzaririmba iteka ryose impuhwe z'Uhoraho, kuva mu gisekuruza kujya mu kindi; umunwa wanjye nzawamamarisha ubudahemuka bwawe,

3kuko wavuze uti «Impuhwe zashyizweho ubuziraherezo, ubudahemuka bwanjye bushinze umuzi mu ijuru.

4Nagiranye isezerano n'intore yanjye,nuko ndahira Dawudi,umugaragu wanjye nti

5'Inkomoko yawe nyishyizeho ubuziraherezo,kandi intebe yawe y'ubwami,nzayikomeza kuva mu gisekuruza kujya mu kindi.'» *(guceceka akanya gato)*

6Uhoraho, ijuru niryamamaze ibitangaza byawe, n'ubudahemuka bwawe mu ikoraniro ry'intungane.

7Mbese hejuru iyo, ni nde wagereranywa n'Uhoraho? Ni nde mu batuye ijuru wagereranywa n'Uhoraho?

8Uhoraho ni igihangange mu ikoraniro ry'intungane, arusha igitinyiro ibyegera bye byose.

9Uhoraho, Mana y'ingabo, ni nde umeze nkawe? Uhoraho, uri impangare, ukikijwe n'ubudahemuka!

10Ni wowe uhosha ubwivumbagatanye bw'inyanja, ugacubya imivumba yayo yatutumbye.

11Ni wowe wahonyoye Rahabu nk'intumbi, abanzi bawe ubasanjisha ukuboko

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kwawe k'ububasha.

12Ijuru ni iryawe, isi na yo ni iyawe, umububumbe w'isi n'ibiwurimo, ni wowe wabihanze.

13Amajyaruguru n'amajyepfo, ni wowe wabiremye, Taboru na Herimoni birasingiza izina ryawe.

14Ni wowe nyir'ukuboko k'ubutwari, nyir'ikiganza cy'ububasha n'indyo y'impangare.

15Ubutabera n'ubucamanza ni ikibanza cy'intebe yawe, impuhwe n'ubudahemuka bikugenda imbere.

16Hahirwa umuryango wamenyereye kugusingiza, ukagendera mu cyezezi cy'uruhanga rwawe, Uhoraho;

17umunsi bahimbazwa n'izina ryawe, bagaterwa ishema n'ubutabera bwawe,

18kuko ubatera inkunga y'ikirenga, maze ugatuma twubura uruhanga.

19Uhoraho, ni wowe ngabo twikingira, kandi umwami wacu akomejwe na Nyir'ubutagatifu wa Israheli.

20Kera wavuganiye n'abayoboke bawe mu ibonekerwa, maze uravuga uti «Nateye inkunga umuntu w'intwari, umwana w'umusore mutora muri rubanda.

21Nsanga Dawudi yambera umugaragu, maze musiga amavuta yanjye matagatifu;

22ikiganza cyanjye kizamuramira, n'ukuboko kwanjye kuzamutize imbaraga!

23Nta bwo azatungurwa n'umwanzi, n'umubisha nta bwo azamukangaranya;

24abamutambamiye nzabararika imbere ye, maze abamwanga nzabacurangure.

25Ubudahemuka bwanjye n'impuhwe zanjye bizahorana na we, maze azegure umutwe kubera izina ryanjye.

26Nzamuha kugenga inyanja, azagire n'ububasha ku nzuzi.

27We azanyiyambaza, agira ati 'Uri Data, uri Imana yanjye, uri urutare nkesha agakiza!'

28Nanjye nzamugira imfura yanjye, n'ikirenga mu bami b'isi.

29Nzamukomereza impuhwe zanjye ubuziraherezo, kandi iryo sezerano ntirizasubirwaho.

30Ingoma ye nzayikomeza iteka, n'intebe ye y'ubwami izarambe nk'ijuru.

31Abana be nibarenga ku mategeko yanjye maze ntibakurikize amabwiriza yanjye,

32nibaca ku matangazo yanjye, kandi ntibakomeze amategeko yanjye,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

33igicumuro cyabo nzagihanisha umunyafu, n'icyaha cyabo ngihanishe inkoni.

34Ariko sinzamunyaga impuhwe zanjye, kandi sinzahemuka ku Isezerano ryanjye.

35Sinzahuganya Isezerano ryanjye, kandi sinzisubira ku byo navuze.

36Narahirishije rimwe rizima ubutagatifu bwanjye, sinabeshya Dawudi bibaho!

37Inkomoko ye izahoraho ubuziraherezo, n'intebe ye y'ubwami izahoraho imbere yanjye nk'izuba;

38izahoraho ubudahungabana nk'ukwezi kuzaba gihamya, idahinyuka mu kirere.» *(guceceka akanya gato)*

39Cyakora, wowe wahigitse intore yawe, urayisuzugura kandi urayirakarira;

40wihakanye isezerano wagiranye n'umugaragu wawe, uhumanya ikamba rye maze urita hasi!

41Waciye ibyuho mu nzitiro ze zose, ingerero ze zose uzigira amatongo;

42abahisi n'abagenzi baramusahura, abaturanyi be bose baramunnyega.

43Washishikaje abamutambamiye, abanzi be ubatera ishema;

44inkota ye uyimaraho ubugi,maze ntiwamutera inkunga mu mirwano.

45Wamushikuje mu kiganza inkoni y'ubwami,maze intebe ye uyitembagaza hasi;

46wageruye iminsi y'ubusore bwe,umukwiza ikimwaro. *(guceceka akanya gato)*

47Uhoraho, uzihisha ugeze na ryari? Mbese uburakari bwawe buzakomeza bugurumane?

48Uribuke ko ubuzima bwanjye ari bugufi cyane, ko bene muntu wabaremeye ubusa!

49Ni nde muntu uzabaho,maze ntahure n'urupfu,amagara ye akayarura mu nzara z'ikuzimu? *(guceceka akanya gato)*

50Mbese za mpuhwe zawe za kera zahereye he, Nyagasani, izo wari warasezeraniye Dawudi mu budahemuka bwawe?

51Uhoraho, uzirikane ukuntu basuzugura umugaragu wawe, hamwe n'iyi mbaga yose ndagijwe.

52Uhoraho, abanzi bawe barannyega, bagakurikiza umuvumo intore yawe!

53Uhoraho aragasingizwa iteka ryose! Amen! Amen!

## Zaburi 90

### Ubuhangare bw'Imana n'intege nke za muntu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[1]*Isengesho rya Musa, umuntu w'Imana.*

Nyagasani watubereye ikiramiro, kuva mu gisekuruza kujya mu kindi.

[2]Mbere y'uko imisozi ibaho, isi n'ibiyiriho byose bitararemwa, uri Imana iteka ryose rizira iherezo.

[3]Abantu ubasubiza mu mukungugu, kuko wavuze uti «Bene muntu, nimusubire iyo mwavuye!»

[4]Mu maso yawe imyaka igihumbi ni nk'umunsi w'ejo wahise, ni nk'isaha imwe y'ijoro.

[5]Ubuzima bwa muntu ubukuraho nk'ibitotsi, bishira mu gitondo nk'icyatsi;

[6]mu gitondo kirarabya, ururabyo rugakura, nimugoroba rukarabirana, rugahunguka.

[7]Ni koko uburakari bwawe buradushegesha, maze ubukana bwawe bugatuma duhungabana.

[8]Ibyaha byacu ubishyira ahagaragara, urumuri rwawe rutahura amabanga yacu.

[9]Iminsi yacu yose irakendera ku mpamvu y'ubukana bwawe, n'imyaka yacu igahera nk'umwuka uhumekwa rimwe.

[10]Imyaka y'ubugingo bwacu ni mirongo irindwi, na mirongo inani ku bakomeye; nyamara tuyigiramo imiruho n'ibyago gusa, kuko ihita bwangu, maze tukigendera.

[11]Ni nde watahuye uburakari bwawe bukaze, ngo arusheho kubumenya kuko agutinya?

[12]Utwumvishe ko iminsi yacu ibaze, bityo tuzagire umutima ushishoza.

[13]Uhoraho, tugarukire! Uzaturakarira na ryari? Babarira abagaragu bawe,

[14]utugwirize ineza yawe kuva mu gitondo, kugira ngo duhimbarwe iminsi yose y'ubugingo bwacu;

[15]udushimishe mu minsi ingana n'iyo waduhannyemo, n'imyaka ingana n'iyo twababayemo!

[16]Ibikorwa byawe nibigaragarire abagaragu bawe, n'ubuhangare bwawe bwiyereke abana babo!

[17]Nyagasani Mana yacu, utugaragarize ubugwaneza bwawe, ukomeze imirimo y'amaboko yacu, kandi uyihe kugira akamaro karambye!

## Zaburi 91

### Uwiringira Imana imubera ubuhungiro, ikamuzigura mu makuba

[1]Umuntu utuye aho Usumbabyose yibera, yikinga mu gacucu k'Ushoborabyose.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2Ndabwira Uhoraho nti «Uri Ubuhungiro bwanjye, n'inkunga yanjye, Mana yanjye, ni wowe niringiye!»

3Ni we uzakugobotora mu mutego w'umuhigi w'inyoni, anagukize icyorezo kirimbura imbaga.

4Azagutwikiriza amababa ye, maze uzahungire mu nsi y'amoya ye; ubudahemuka bwe ni ingabo n'umwambaro w'intamenwa.

5Ntuzatinya ibikuramutima by'ijoro, cyangwa umwambi uvumera wo ku manywa,

6icyorezo cyubikiye mu mwijima, cyangwa icyago kiyogoza ku manywa y'ihangu.

7N'ubwo iruhande rwawe hagwa igihumbi, n'ibihumbi cumi bikagwa iburyo bwawe, wowe ariko ntakizaguhuganya.

8Uzabe maso gusa, maze wirebere igihano cy'abagiranabi.

9Koko Uhoraho ni wowe miringiro yanjye. Usumbabyose wamugize ubuhungiro bwawe,

10icyago ntikizagushyikira, n'icyorezo ntikizegera ihema ryawe,

11kuko yategetse abamalayika be kukurinda mu nzira zawe zose.

12Bazagutwara mu maboko yabo, ngo ikirenge cyawe kitazatsitara ku ibuye;

13uzakandagira intare n'impiri, uribate urusamagwe n'ikiyoka kinini.

14«Ubwo yanyiziritseho nzamuzigura, nzamurinda, kuko azi izina ryanjye.

15Nanyiyambaza, nzamwitaba, nzamuba hafi mu gihe cy'amage, nzamurokora, maze nzamuheshe ikuzo.

16Nzamuhaza iminsi irambye, maze nzamwereke agakiza kanjye.»

## Zaburi 92

### Ibyago by'abagiranabi n'ihirwe ry'intungane

1*Ni zaburi. Indirimbo igenewe umunsi wa Sabato.*

2Ni byiza kugusingiza, Uhoraho, no gucurangira izina ryawe, Musumbabyose;

3kwamamaza ineza yawe kuva mu gitondo, n'ubudahemuka bwawe ijoro ryose,

4ku nanga no ku muduri, no mu ijwi ry'iningiri.

5Kuko ibyo wakoze, Uhoraho, byanshimishije, nkaba ndata umurimo w'ibiganza byawe.

6Mbega ngo ibikorwa byawe, Uhoraho, biraba agatangaza! Mbega ngo ibitekerezo byawe biraba indashyikirwa!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7Ibyo umuntu w'ikiburabwenge ntabimenya, n'uw'igipfayongo ntabisobanukirwa.

8Abagome basagamba nk'ibyatsi, abagiranabi bagahora batohagiye, nyamara bazatsiratsizwa buheriheri.

9Naho wowe, Uhoraho, uri Indashyikirwa ubuziraherezo;

10ngaha abanzi bawe Uhoraho bagiye kurimbuka, abagiranabi bose batatane.

11Wampaye imbaraga nk'iz'imbogo, unsesekazaho amavuta akiri mashyashya;

12ijisho ryanjye ryiboneye abangenzaga, n'amatwi yanjye yiyumviye abangiriraga nabi.

13Umuntu w'intungane yatumburutse nk'umukindo, asagamba nka sederi yo muri Libani;

14ameze nk'igiti cyatewe mu Ngoro y'Uhoraho, akisanzurira mu nkike z'Imana yacu.

15No mu busaza bwe aba akera imbuto, aba acyuzuyemo ubuzima n'ubutohagire,

16kugira ngo yamamaze ko Uhoraho ari umunyabutungane, we Rutare rwanjye, ntiyigiramo uburiganya.

## Zaburi 93

### Uhoraho ni Umwami w'ibiremwa byose

1Uhoraho ni Umwami, yisesuyeho ubuhangare, Uhoraho yambaye ububasha, yarabukindikije. Isi yarayishinze arayikomeza.

2Intebe yawe y'ubwami yashinzwe ubutajegajega, uriho kuva kera na kare!

3Uhoraho, inzuzi zararanguruye, inzuzi zaranguruye ijwi ryazo, inzuzi zaranguruye umuririmo wazo.

4Igisumbya ijwi amazi nyamwinshi, kigasumba ibitunda by'inyanja, ni Uhoraho, Urukerereza mu ijuru.

5Ibyo waduhishuriye ni amanyakuri; Ingoro yawe ikwiranye n'ubutungane, Uhoraho, uko ibihe bizahora bisimburana.

## Zaburi 94

### Imana ni Umucamanza w'intabera

1Uhoraho, Mana ihora inzigo, Mana ihora inzigo, igaragaze!

2Haguruka, mucamanza w'isi, uhimure abirasi!

3Uhoraho, abagiranabi bazahereza he, bazahereza he kwitera hejuru?

4Bihaye kuvuga bihandagaje, abo bagizi ba nabi, bafite uruvugiro.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Uhoraho, umuryango wawe barawutsikamira, umurage wawe barawisha agahato;

6barica umupfakazi n'umusuhuke, impfubyi bakazihotora.

7Kandi ni ko bavuga ngo «Uhoraho ntabibona, Imana ya Yakobo ntibyitayeho!»

8Muritonde, mwebwe biburabwenge mu bandi bose! Mwa bipfapfa mwe muzumva ryari?

9Mbese nyir'uguhanga amatwi, ni we utumva? Uwahimbye amaso se, ni we utabona?

10Ukosora amahanga se, ni we udashobora guhana? Uwigisha muntu ubuhanga se, ni we mubura bwenge?

11Uhoraho azi neza ibitekerezo bya muntu, ko ari ubusabusa.

12Uhoraho, hahirwa umuntu wowe ukosora, maze ukamwigishisha amategeko yawe,

13kugira ngo ahorane ituze mu minsi y'amakuba, igihe umugiranabi acukurirwa imva.

14Kuko Uhoraho adatererana umuryango we akaba atareka umurage we;

15ubucamanza buzakurikiza ubutabera, ab'umutima ugororotse bose bazabuyoboke.

16Ni nde uzamvuganira akankiza abagome, akandenganura imbere y'abagiranabi?

17Iyo Uhoraho ataza kuntabara, hari hato nkiturira mu gihugu cy'abanumye!

18Iyo mvuze nti «Nta ho mpagaze!» ubuntu bwawe, Uhoraho, burandamira;

19igihe impagarara zinyuzuye umutima, ubuhumurize bwawe burampimbaza.

20Mbese waba icyitso cy'urukiko rurenganya, rutera amakuba runyuranya n'amategeko?

21Bibasira ubuzima bw'intungane, bagacira urwo gupfa umuziranenge.

22Ariko Uhoraho yambereye nk'ubuhungiro butavogerwa, Imana yanjye ni Urutare nikingamo;

23yabituye ububisha bwabo, maze abarimbuza ubugome bwabo, Uhoraho, Imana yacu, arabatsemba!

## Zaburi 95

### Ishyaka ryo gukoranya abandi ngo basingize Imana

1Nimuze, tuvugirize impundu Uhoraho, turirimbe Urutare rudukiza;

2tumuhinguke imbere tumurata, tumuririmbire ibisingizo.

3Kuko Uhoraho ari Imana y'igihangange, ni Umwami w'igihangange, asumba imana

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

zose.

4Ni we ufashe imizi y'isi mu kiganza cye, maze akagenga n'impinga z'imisozi.

5Inyanja ni iye, ni we wayiremye, n'ubutaka bwumutse bwabumbwe n'ibiganza bye.

6Nimwinjire, duhine umugongo twuname; dutere ivi imbere y'Uhoraho waturemye.

7Kuko we ari Imana yacu, naho twe tukaba imbaga yo mu rwuri rwe, n'ubushyo
buragiwe n'ikiganza cye. Iyaba uyu munsi mwakundaga mukumva ijwi rye!

8«Ntimunangire umutima wanyu nk'i Meriba, nko ku munsi w'i Masa, mu butayu,

9aho abasekuruza banyu banyinjaga, aho bangeragerezaga, n'ubwo bari barabonye
ibikorwa byanjye.

10Mu myaka mirongo ine nazinutswe iyo nyoko, maze ndavuga nti 'Ni imbaga
y'umutima wararutse, ntibazi amayira yanjye!'

11Ni cyo cyatumye ndahirana uburakari ko batazinjira mu buruhukiro bwanjye.»

## Zaburi 96

### Uhoraho ni umwami n'umucamanza w'isi yose

1Nimuririmbire Uhoraho indirimbo nshya, isi yose niririmbire Uhoraho!

2Nimuririmbire Uhoraho, musingize izina rye. Uko bukeye mwogeze agakiza ke!

3Nimwamamaze ikuzo rye mu mahanga, n'ibyiza bye mu miryango yose!

4Kuko Uhoraho ari igihangange, akaba akwiye rwose ibisingizo, indahangarwa
isumba imana zose;

5kuko imana zose z'amahanga ari ubusa, naho Uhoraho akaba yararemye ijuru.

6Arashashagira ubuhangare n'ishema, ingoro ye yuzuye ububasha n'ububengerane.

7Nimwegurire Uhoraho, miryango y'amahanga, nimwegurire Uhoraho ikuzo
n'ububasha,

8nimwegurire Uhoraho ikuzo ry'izina rye. Nimuzane ituro mwinjire mu ngombe ze,

9nimwunamire Uhoraho wisesuyeho ubutagatifu, nimuhinde umushyitsi, bantu b'isi
yose.

10Nimuvuge mu mahanga, muti «Uhoraho ni Umwami!» Yashinze isi yose,
ntihungabana; imiryango yose ayicira urubanza rutabera.

11Ijuru niryishime, kandi isi nihimbarwe! Inyanja niyorome, n'ibiyirimo byose!

12Imisozi nisabagire kimwe n'ibiyisesuyeho byose, n'ibiti byose by'ishyamba
bivugirize impundu icyarimwe,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13mu maso y'Uhoraho, kuko aje, kuko aje gutegeka isi; azacira isi urubanza mu butabera, arucire n'imiryango mu butarenganya bwe.

## Zaburi 97

### Uhoraho ni Umwami ugenga byose

1Uhoraho ni Umwami! Isi nihimbarwe, abaturiye inkombe nibasagwe n'ibyishimo!

2Igicu cy'urwijiji kiramukikije, ubutabera n'ubutarenganya ni ikibanza cy'intebe ye.

3Ikibatsi cy'umuriro kimugenda imbere, maze kigatwika abanzi be impande zose.

4Imirabyo ye iboneshereza isi, ubutaka burabirabukwa, maze bugahinda umushyitsi.

5Imisozi irashonga nk'ibishashara, mu maso y'Uhoraho, Umutegetsi w'isi yose.

6Ijuru riramamaza ubutabera bwe, maze imiryango yose ikarangamira ikuzo rye.

7Abayoboka ibigirwamana bose nibakorwe n'isoni, abiratana bose ibyo bipfabusa; bigirwamana mwese, nimupfukame imbere ye!

8Siyoni yarabyumvise maze irishima, imigi ya Yuda irahimbarwa, ku mpamvu y'imanza zawe, Uhoraho.

9Kuko wowe Uhoraho, uri Musumbabyose ku isi yose, utambutse kure imana zose.

10Mwebwe abakunda Uhoraho, nimwange ikibi, kuko amenya ubuzima bw'abayoboke be, akabagobotora mu kiganza cy'ababi.

11Urumuri rurasira ku ntungane, ab'umutima ugororotse bakagira ibyishimo.

12Ntungane, nimwishimire Uhoraho, maze mumusingirize ubutungane bwe.

## Zaburi 98

### Uhoraho aje mu ikuzo gucira isi urubanza

1*Zaburi.*

Nimuririmbire Uhoraho indirimbo nshya, kuko yakoze ibintu by'agatangaza; indyo ye, ukuboko kwe k'ubutagatifu byatumye atsinda.

2Uhoraho yagaragaje ugutsinda kwe, atangaza ubutabera bwe mu maso y'amahanga.

3Yibutse ubuntu bwe n'ubudahemuka bwe, agirira inzu ya Israheli. Imipaka yose y'isi yabonye ugutsinda kw'Imana yacu.

4Nimusingize Uhoraho ku isi hose, nimuvuze impundu kandi muririmbe,

5nimucurangire Uhoraho ku nanga, ku nanga no mu majwi y'indirimbo,

6mu karumbeti no mu ijwi ry'impanda; nimusingize Umwami, Uhoraho.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7Inyanja niyorome hamwe n'ibiyirimo, isi yose, hamwe n'abayituye.

8Inzuzi nizikome mu mashyi, n'imisozi ivugirize impundu icyarimwe,

9imbere y'Uhoraho, kuko aje gutegeka isi; azacira isi urubanza rutabera, arucire n'imiryango mu butarenganya bwe.

## Zaburi 99

### Uhoraho ni Umwami Nyir'ubutagatifu

1Uhoraho ni Umwami, imiryango nihinde umushyitsi; atetse hejuru y'Abakerubimu, isi nihindagane!

2Uhoraho ni igihangange muri Siyoni, yisumbuye kure imiryango yose.

3Nibarate izina ryawe ry'impangare kandi ritinyitse: koko uri Nyir'ubutagatifu.

4Ububasha bw'umwami ni ugukunda ubutungane. Ni wowe waboneje byose, ni wowe washyize ubutungane n'ubutabera muri Yakobo.

5Nimusingize Uhoraho, Imana yacu, nimupfukame imbere y'akabaho k'ibirenge bye, kuko ari Nyir'ubutagatifu!

6Musa na Aroni bari mu baherezabitambo be, Samweli akaba mu biyambaza izina rye; biyambazaga izina ry'Uhoraho, maze na we akabumva.

7Yababwiriraga mu nkingi y'agacu kererana, bagakurikiza amabwiriza ye, n'amategeko yari yarabahaye.

8Uhoraho, Mana yacu, wowe warabasubizaga, ubagaragariza ko uri Imana itinda kurakara, ariko ukabahanira n'ibyaha byabo.

9Nimurate Uhoraho, Imana yacu, maze mupfukame imbere y'umusozi we mutagatifu, kuko Uhoraho, Imana yacu, ari Nyir'ubutagatifu.

## Zaburi 100

### Igisingizo cyo gushimira Uhoraho binjiye mu Ngoro ye

1Ni *zaburi yo gushimira* Nimusingize Uhoraho bantu b'isi yose,

2nimumugaragire mwishimye,

nimumusanganize impundu z'ibyishimo!

3Nimwemere ko Uhoraho ari we Mana, ni we waturemye, none turi abe, turi umuryango we n'ubushyo yiragiriye.

4Nimutahe amarembo ye mumushimira, mwinjirane ibisingizo mu ngombe ze, mumusingize, murate izina rye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Kuko Uhoraho ari umugwaneza, urukundo rwe ruhoraho iteka, ubudahemuka bwe bugahoraho uko ibihe bigenda bisimburana.

## Zaburi 101

### Imigambi y'umutegetsi wayobotse Imana

1*Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

Ngiye kuririmba impuhwe n'ubutungane, maze ngucurangire, wowe Uhoraho.

2Ngiye kwibanda ku nzira y'ubutungane; mbese uzansanganira ryari? Nzaharanira ubutungane bw'umutima wanjye, mu bo tubana.

3Sinzigera nshimishwa n'ibidakwiye, nk'uko nanga imyifatire y'abahakanyi; ntiteze kuzanyanduza.

4Uw'umutima uryarya arangendere kure; nta ho mpuriye n'ubukozi bw'ibibi.

5Ubeshyera mugenzi we rwihishwa, nzamucecekesha. Abasuzugura abandi n'abirata, abo sinzabihanganira.

6Mu gihugu, nzahitamo abantu b'inyangamugayo, kugira ngo abe ari bo bankikiza. Ugendera mu nzira iboneye, ni we uzambera umunyamirimo.

7Umuntu wazobereye mu kubeshya, nta cyicaro azagira mu nzu yanjye, umunyabinyoma na we, ntazantunguka mu maso.

8Buri gitondo nzatsemba abagiranabi bose bo mu gihugu, kugira ngo abakora ibibi bose, mbarimbure mu murwa w'Uhoraho.

## Zaburi 102

### Isengesho ry'igihe cy'amakuba

1*Isengesho ry'umunyabyago igihe adandabiranye, maze agatura Imana amaganya ye.*

2Uhoraho, umva isengesho ryanjye, induru yanjye nikugereho!

3Ntukampishe uruhanga rwawe umunsi nasumbirijwe; jya untega amatwi igihe ngutabaje, maze wihutire kunsubiza!

4Koko iminsi yanjye irayoyoka nk'umwotsi, n'amagufwa yanjye agakongoka nk'inkekwe y'umuriro.

5Umutima wanjye urarabirana nk'ubwatsi batemye, bikanyibagiza no kurya umugati wanjye.

6Aho ndi hose mpora nganya, ku buryo nsigaye ndi uruhu rusa.

7Ndasa na sakabaka yo mu butayu, meze nk'igihunyira cyo mu matongo;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8ndara ntagohetse nk'inyoni yigungiye hejuru y'inzu.

9Umunsi wose abanzi banjye barantuka, barankwena, bakampigira.

10Ivu nsigaye ndirya nk'umugati, ibyo nywa nkabivanga n'amarira,

11ku mpamvu y'uburakari n'ubukana bwawe, waranteruye maze uranjugunya.

12Iminsi yanjye irarembera nk'igicucu, kandi ndumirana nk'ibyatsi.

13Nyamara wowe, Uhoraho, uri umwami ubuziraherezo, kandi imbyaro zose zizahora zikwibuka!

14Uzahagurutswa n'urukundo ufitiye Siyoni, kuko ari igihe cyo kuyigirira imbabazi, ayo magingo akaba ageze.

15Abagaragu bawe batewe ubwuzu n'amabuye yayo, bagashavuzwa n'itongo ryayo.

16Amahanga yose azatinya izina ry'Uhoraho, n'abami bose b'isi bazatinye ikuzo ryawe,

17kuko Uhoraho azubaka Siyoni bundi bushya, akahigaragariza yuje ikuzo;

18ubwo agahugukira isengesho ry'abanyazwe ibyabo, akita ku byo bamusaba.

19Ibyo ngibyo nibyandikirwe igisekuruza kizaza, maze umuryango mushya uzasingize Uhoraho;

20kuko Uhoraho yarungurukiye mu bushorishori bw'ijuru, aho ari mu Ngoro ye, akareba ku isi,

21kugira ngo yumve amaganya y'imfungwa, kandi abohore abaciriwe urwo gupfa.

22Nuko bazamamaze muri Siyoni izina ry'Uhoraho, n'ibisingizo bye muri Yeruzalemu,

23igihe ingoma n'amahanga bizibumbira hamwe, kugira ngo bigaragire Uhoraho!

24Yacogoreje imbaraga zanjye mu nzira, agerura iminsi yanjye!

25Ndavuga nti «Mana yanjye, ntunkureho ncagashije iminsi yanjye!» Imyaka yawe isumba ibisekuruza byose.

26Kera wahanze isi, kandi ijuru ni igikorwa cy'ibiganza byawe.

27Byo bizashira, ariko wowe uzahoraho, byose bizasaza nk'umwambaro, ubihindure nk'uko bahindura umwenda;

28ariko wowe uzahora uri wa wundi, n'imyaka yawe ntizagira iherezo!

29Abahungu b'abagaragu bawe bazatura, maze ababakomokaho bazarambe imbere yawe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Zaburi 103

### Imana ni urukundo

1*Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

Mutima wanjye, singiza Uhoraho, n'icyo ndi cyo cyose gisingize izina rye ritagatifu!

2Mutima wanjye, singiza Uhoraho, kandi ntiwibagirwe na kimwe mu byo yaguhaye!

3We ubabarira ibicumuro byawe byose, akakuvura indwara zawe zose;

4we warura ubugingo bwawe mu mva, akagutamiriza ubutoneshwe n'impuhwe;

5we uhunda ubuzima bwawe ihirwe, maze ubuto bwawe bukiyuburura nk'ubwa kagoma.

6Uhoraho akoresha ubutabera, akarenganura abapfukiranwa bose.

7Yamenyesheje Musa imigambi ye, n'abana ba Israheli abagaragariza ibigwi bye.

8Uhoraho ni umunyambabazi n'umunyampuhwe, atinda kurakara, kandi akagira ibambe.

9Ntatongana ngo bishyire kera, ntarwara inzika ubuziraherezo;

10ntaduhana bihwanye n'ibicumuro byacu, ntatwihimura akurikije amafuti yacu.

11Uko ijuru ryisumbuye kure hejuru y'isi, ni ko impuhwe ze zisagiranira abamutinya;

12uko uburasirazuba butandukanye n'uburengerazuba, ni ko adutandukanya n'ibicumuro byacu.

13Uko umubyeyi agirira ibambe abana be, ni ko Uhoraho agirira ibambe abamutinya;

14koko azi neza icyo twabumbwemo, akibuka ko turi umukungugu.

15Iminsi y'umuntu ni nk'ibyatsi, akabumbuka nk'ururabo rwo mu murima;

16umuyaga wamuhuhaho akazimira, akazimira adasize akarari.

17Naho impuhwe z'Uhoraho zikomerezwa abamutinya, kuva iteka kuzageza iteka ryose, n'ubutabera bwe bugahora ku bana

18no ku buzukuru b'abakomeza Isezerano rye, kandi bakibuka amatangazo ye ngo bayakurikize.

19Uhoraho yashinze mu ijuru ijabiro rye, maze ingoma ye ikagenga byose.

20Nimusingize Uhoraho, bamalayika be mwese, mwe ntwari z'indatwa, mwubahiriza ijambo rye, mukamwumvira ako kanya akivuga.

21Nimusingize Uhoraho, ngabo ze mwese, mwe mutunganya icyo ashatse cyose.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22Nimusingize Uhoraho, biremwa bye mwese, aho muri hose mu ngoma ye. Mutima
wanjye, singiza Uhoraho!

## Zaburi 104

### Uburanga bw'Umuremyi bwishushanyije mu biremwa bye

1Mutima wanjye, singiza Uhoraho! Uhoraho, Mana yanjye, uri igihangange rwose!
Wisesuyeho icyubahiro n'ububengerane,

2wambaye urumuri nk'igishura, urambura ijuru nk'ihema.

3Hejuru y'amazi wahubatse Ingoro yawe, ibicu ubigira igari ryawe, ugatambagirira
ku mababa y'umuyaga.

4Imiyaga wayigize intumwa zawe, umuriro uwugira umufasha wawe.

5Isi wayiteretse mu kibanza cyayo, ntizigera na rimwe ihungabana.

6Wayisesuyeho inyanja nk'umwambaro, amazi yayo agomererwa hejuru y'imisozi.

7Iyo uyakangaye arahunga, ku ijwi ry'inkuba zawe akicubura;

8aharamba imisozi, akamanuka imibande, yerekeje ahantu wayageneye.

9Wahashinze umupaka atagomba kurenga, ku buryo atazongera kurengera ubutaka.

10Uvubukisha amasoko y'amazi mu myoma, agatemba hagati y'imisozi;

11akuhira inyamaswa zose zo mu gasozi, indogobe z'ishyamba zikahashirira inyota;

12hafi yayo inyoni zo mu kirere zihubaka ibyari, zikaririmba zibereye mu mashami.

13Imisozi uyivomerera uri hejuru iyo, isi ukayihaza imbuto z'ibikorwa byawe;

14umeza ubwatsi bw'amatungo, n'imyaka muntu ahinga, maze ubutaka bukamuha
ikimutunga,

15na divayi ihimbaza umutima wa mwene muntu, kimwe n'amavuta amukesha
uruhanga, n'umugati uramira imbaraga ze.

16Ibiti by'Uhoraho bifite amazi abihagije, kimwe n'amasederi yateye yo muri Libani;

17aho ni ho inyoni zarika, maze itanangabo ikiturira mu mizonobari.

18Imisozi miremire ni iy'ihene z'agasozi, amasenga yo mu bitare akaba ubwikingo
bwa nyiramuhari.

19Ukwezi yakuremeye kuranga ibihe, izuba rikamenya igihe rirengera.

20Uzana umwijima, maze hakaba ijoro, inyamaswa z'ishyamba zikayagara;

21ibyana by'intare bigatontoma bishaka icyo bifata, maze bigasaba Imana icyo birya.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22Izuba ryarasa bikitahira, bikajya kubunda mu ndiri yabyo.

23Noneho muntu agasohoka iwe ajya gukora, akajya guhinga kugeza bwije.

24Uhoraho, mbega ngo ibikorwa byawe biraba byinshi! Byose wabikoranye ubwitonzi, isi yuzuye ibiremwa byawe!

25Ngiyo inyanja ngari, kandi yagutse impande zose, maze inyamaswa zitabarika, inini n'intoya, zikayijagatamo.

26Ni na ho amato magari acuragana, na cya Leviyatani waremeye kuhadabagirira.

27Byose ni wowe byiringira, biteze ko ubiha icyo kurya mu gihe gikwiye;

28urabiha bikayoragura, wabumbura ikiganza cyawe, bigahaga ibyiza.

29Uhisha uruhanga rwawe bigakangarana; wabivanamo umwuka bigahwera, bigasubira mu mukungugu byavuyemo.

30Wohereza umwuka wawe, bikaremwa, maze imisusire y'isi ukayihindura mishya.

31Ikuzo ry'Uhoraho riragahoraho ubuziraherezo! Uhoraho arakishimira ibikorwa bye!

32We ureba isi, maze igahinda umushyitsi, yakorakora imisozi igacumba umwotsi!

33Nzaririmba Uhoraho, mu buzima bwanjye bwose, iminsi yose nkiriho nzacurangire Imana yanjye.

34Icyampa ngo umuvugo wanjye umunyure, maze Uhoraho ambere isoko y'ibyishimo!

35Abanyabyaha nibakendere ku isi, maze abagiranabi bekubaho ukundi! Mutima wanjye, singiza Uhoraho!

## Zaburi 105

### Amateka y'umuryango wa Israheli agaragaza impuhwe z'Imana

1Alleluya! Nimushimire Uhoraho, mwambaze izina rye, nimurate ibigwi bye mu yandi mahanga;

2nimumuririmbire, mumucurangire, nimuzirikane ibitangaza yakoze;

3nimwishimire izina rye ritagatifu, muhimbarwe, mwebwe abashakashaka Uhoraho!

4Nimugarukire Uhoraho Nyir'ububasha, mushakashake uruhanga rwe ubudahwema.

5Nimwiyibutse ibikorwa bye bihebuje, ibitangaza yakoze, n'amatangazo yivugiye,

6mwebwe, nkomoko ya Abrahamu umugaragu we, bahungu ba Yakobo, abatoni be!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7Ni we Uhoraho, Imana yacu, umugenga w'isi yose.

8Ahora yibuka ibyo yasezeranye bidasubirwaho, ijambo yarahiriye amasekuruza igihumbi,

9rya sezerano yagiranye na Abrahamu, akarisubiriramo Izaki mu ndahiro,

10rikaba umugambi yakomereje Yakobo, n'isezerano ry'iteka yagiriye Israheli,

11igihe avuze ati «Nzaguha igihugu cya Kanahani, kibe umugabane wegukanye!»

12N'ubwo bari bakiri mbarwa, ari agatsinda k'abasuhuke,

13bava mu gihugu bajya mu kindi, bava mu mahanga bajya mu yandi,

14Uhoraho ntiyaretse hagira ubahuganya, ndetse yihaniza abami,

15agira ati «Ntimugakore ku ntore zanjye, kandi ntimukagirire nabi abahanuzi banjye!»

16Nuko ateza inzara mu gihugu, ibyo kurya birabura;

17abanza koherezayo umuntu, Yozefu, wari umaze kugurwa bucakara.

18Ibirenge bye babibohesha ingoyi, ijosi rye baryambika iminyururu,

19kugeza ubwo ijambo ry'Uhoraho rigaragaje ko ari umwere.

20Umwami ategeka kumubohora, umutegetsi w'amahanga aramufunguza.

21Amugira umugenga w'urugo rwe, umutegetsi w'ibintu bye byose,

22kugira ngo yigishe ibikomangoma uko ashaka, n'abanyacyubahiro be abatoze ubuhanga.

23Nuko Israheli aza mu Misiri, Yakobo asuhukira mu gihugu cya Kamu.

24Uhoraho aha umuryango we kororoka, urusha amaboko abanzi bawo;

25abahindura umutima ngo bange umuryango we, ngo bicishe amayeri abagaragu be.

26Atuma Musa, umugaragu we, na Aroni yari yaritoreye.

27Bombi berekanira ibimenyetso mu Misiri, n'ibitangaza by'Uhoraho mu gihugu cya Kamu.

28Yohereza umwijima, haba icuraburindi, ariko ntibahugukira ijambo rye.

29Amazi yabo ayahindura amaraso, yica amafi yabo.

30Igihugu cyabo kijagatamo imitubu, ndetse no mu byumba by'abami babo.

31Avuga rimwe, maze ibibugu birabatera, n'udukoko dutwikira igihugu cyabo cyose.

32Agusha urubura mu mwanya w'imvura, n'imirabyo ikwiza umuriro mu gihugu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

cyose;

33aritagura imizabibu n'imizeti byabo, avunagura ibiti by'igihugu cyabo.

34Yongera kuvuga, maze inzige ziratera, n'ibihore bitagira ingano;

35birya ibyatsi byose mu gihugu cyabo, birya n'imbuto z'ubutaka bwabo.

36Nyuma anangura icyitwa uburiza cyose mu gihugu, n'abana b'imfura bibarutse bakiri abasore.

37Nuko ahakura abe bitwaje feza na zahabu, nta n'umwe uhutaye mu miryango yabo.

38Misiri yishimira ko bagiye, kuko ubuhahamuke bwari bwabajunjitse.

39Uhoraho ababambika hejuru igicu kibatwikira, akongeza n'inkingi y'umuriro wo kubamurikira nijoro.

40Bamutakiye, abohereza inkware, abahaza umugati uturutse ku ijuru.

41Akingura urutare, maze amazi aravubuka; atemba nk'uruzi mu butaka bwumiranye.

42Koko yibutse isezerano rye ritagatifu yagiriye Abrahamu, umugaragu we!

43Nuko yimura umuryango wishimye, intore ze zisohokana urwamo rw'impundu.

44Abaha ibihugu by'abanyamahanga, maze bazungura ibyaruhiwe n'indi miryango,

45kugira ngo bazakurikize amatangazo ye, kandi bazakomeze amategeko ye.

## Zaburi 106

### Ineza Imana yagiriye Israheli, n'ubuhemu Israheli yayituye

1Alleluya! Nimusingize Uhoraho, kuko ari umugwaneza, kandi urukundo rwe rugahoraho iteka!

2Ni nde wavuga ibigwi by'Uhoraho, akamamaza ibisingizo bye byose?

3Hahirwa abita ku mategeko y'Uhoraho, igihe cyose bagakurikiza ubutabera!

4Uhoraho, uranyibuke, wowe ugirira neza umuryango wawe, maze uze untabare,

5kugira ngo niyumvemo ihirwe ry'intore zawe, mpimbazwe n'ibyishimo by'umuryango wawe, nsangire umunezero n'abo wagize ingarigari zawe!

6Koko twaracumuye nk'abasekuruza bacu, twaragomye duteshuka inzira!

7Abasekuruza bacu mu Misiri ntibigeze bumva ibitangaza byawe; biyibagije impuhwe zawe nyinshi, bivumbura ku Musumbabyose hafi y'inyanja y'Urufunzo.

8Nyamara we, agirira izina rye arabarokora, kugira ngo yerekane ubushobozi bwe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Akangara inyanja y'Urufunzo, maze irumuka; abanyuza mu ndiri yayo,
bayigendamo nk'uko bagenda mu butayu.

10Yabakijije abari babibasiye, abagobotora mu nzara z'umwanzi;

11amazi arenga ku banzi babo, ntihasigara n'umwe;

12nuko bemera ijambo ry'Uhoraho, baririmba ibisingizo bye.

13Ariko ntibatindiganyije kwibagirwa ibikorwa bye, ndetse ntibarindira ko yuzuza
umugambi we;

14batangira kurarikira ibyo badafite, maze bagondoza Uhoraho mu butayu;

15na we abaha ibyo bifuzaga, ariko bibatera umurengwe.

16Hanyuma bagiriye Musa ishyari mu ngando, na Aroni, intungane y'Uhoraho;

17nuko isi irasama, imira Datani, iyongobeza n'abo mu ishyaka rya Abiramu;

18umuriro utwika igico cyabo, ikibatsi cyawo gitsemba abo bagiranabi.

19Kuri Horebu bacuze inyana, bapfukama imbere y'icyo cyuma;

20Uhoraho, we kuzo ryabo, bamusimbuza ishusho ry'ikimasa kirisha ubwatsi!

21Bibagiwe batyo Uhoraho, umukiza wabo, we wakoreye mu Misiri ibintu bikomeye,

22ibitangaza mu gihugu cya Kamu, n'akataraboneka ku nyanja y'Urufunzo.

23Yari mu migambi yo kubatsemba, iyo Musa, intore ye, atamwitambika imbere, ngo
abuze ubukana bwe kubarimbura.

24Nyuma birozonze igihugu cyiganjemo ibyiza, ntibizera ijambo rye;

25bijujutira mu mahema yabo, ntibumvira ijwi ry'Uhoraho.

26Ni bwo abanguye ukuboko ararahira ko azabararika mu butayu,

27akazatatanya inkomoko yabo, bakazagwa mu bihugu by'amahanga.

28Nyuma bohotse kuri Behali w'i Pewori, biha kurya ku nyama zatuwe abazimu;

29imigenzereze yabo ishavuza Uhoraho, maze icyorezo kibadukamo.

30Ubwo ngubwo Pineyasi arahaguruka, arabahana, maze icyorezo kirahosha;

31ibyo bimuviramo ubutungane ku Mana, bwamuranzweho mu mbyaro zose
zakurikiye.

32Bagomeye Uhoraho ku mazi y'i Meriba, batuma Musa ahagirira akaga;

33bamutesheje umutwe, maze avuga ibiterekeranye.

34Ntibatsembye ya miryango Uhoraho yari yababwiye;


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

35ahubwo bivangavanze n'abanyamahanga, maze biha gukurikiza imico yabo.

36Bagaragiye ibigirwamana byabo, maze bibagusha mu mutego;

37abahungu babo n'abakobwa babo, babaturaho ibitambo by'ibigirwamana!

38Koko bamennye amaraso y'abatacumuye, bamena amaraso y'abahungu babo n'ay'abakobwa babo batambiriwe ibigirwamana by'i Kanahani; nuko igihugu cyanduzwa n'umuvu w'ayo maraso.

39Barihumanyije kubera ibyo bakora, imigenzereze irabandarika;

40nuko uburakari bw'Uhoraho bugurumanira umuryango we, azinukwa abo yari yaragize abe.

41Ni ko kubagabiza ibiganza by'abanyamahanga, maze ababangaga, barabigarurira;

42abanzi babo babisha agahato, bashikamirwa n'ikiganza cyabo.

43Kenshi na kenshi Uhoraho yarabagobotoraga, ariko bo bagakomeza kumugomera, bakarushaho gusaya mu cyaha cyabo.

44Nyamara Uhoraho yareba akaga barimo, akumva amaganya yabo;

45yazirikana isezerano yari yarabagiriye, ubudahemuka bwe bukamutera kwisubiraho;

46maze abari barabigaruriye bose, akabatera kubagirira impuhwe.

47Uhoraho, Mana yacu, dukorakoranye, utuvane mu bihugu by'amahanga, maze tuzahimbaze izina ryawe ritagatifu, twizihirwe no kugusingiza.

48Haragasingizwa Uhoraho, Imana ya Israheli, kuva iteka n'iteka ryose! Maze imbaga yose izavuge iti «Amen!»

## Zaburi 107

### Umuvugo ushimira Imana, yo ikura abantu ahaga

1Alleluya! Nimushimire Uhoraho kuko agwa neza, n'urukundo rwe rugahoraho iteka.

2Abo Uhoraho yarwanyeho nibabyivugire, bo yakuye mu maboko y'umwanzi,

3maze akabakorakoranya abavana mu bihugu byose, mu burasirazuba no mu burengerazuba, mu majyaruguru no mu majyepfo.

4Hari ababungeraga mu butayu, bakagenda ahantu hataba na mba, ntibabone inzira yerekera mu mugi utuwe;

5bakicwa n'inzara n'inyota, bakumva imitima yabo yaguye isari.

6Nuko batakambira Uhoraho mu mage barimo, na we abakiza imibabaro yabo;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7abayobora mu nzira ibangutse, kugira ngo bagere mu mugi utuwe.

8Nibashimire rero Uhoraho impuhwe ze, n'ibitangaza akorera bene muntu!

9Kuko yahaye icyo kunywa uwicwaga n'inyota, uwari ushonje akamufungurira, akijuta.

10Hari abari batuye mu mwijima no mu gicucu cy'urupfu, bafungiranye mu byago no mu minyururu,

11kubera ko bari bigize ibigande ntibumvire Imana, maze bagasuzugura imigambi y'Umusumbabyose.

12Ni bwo imitima yabo ayicishije agahinda, bagwa umudari batagira kirengera.

13Nuko batakambira Uhoraho mu mage barimo, na we abakiza imibabaro yabo;

14abasohora mu mwijima no mu gicucu cy'urupfu, acagagura ingoyi zari zibaboshye.

15Nibashimire rero Uhoraho impuhwe ze, n'ibitangaza akorera bene muntu!

16Kuko yamenaguye inzugi z'imiringa, akajanjagura ibihindizo by'ibyuma.

17Hari abandi bari ibirimarima kubera ubusare bwabo, bahinduka nabi kubera ibyaha bahoragamo;

18imitima yabo ihurwa icyitwa ibyo kurya, byanga hato ngo barenge amarembo y'ikuzimu.

19Nuko batakambira Uhoraho mu mage barimo, na we abakiza imibabaro yabo;

20avuga ijambo ryo kubakiza, abarinda kujya mu mva.

21Nibashimire rero Uhoraho impuhwe ze, n'ibitangaza akorera bene muntu!

22Nibature ibitambo byo kumusingiza, bamamaze ibikorwa bye bishimye.

23Abakunda kugenda mu nyanja batwawe n'amato manini, bagacururiza mu mazi y'isanzure,

24abo ngabo biboneye ibikorwa by'Uhoraho, n'ibitangaza agaragariza mu ngeri y'inyanja.

25Yavuze rimwe, maze habyuka umuyaga w'inkubi, ututumbisha ibitunda mu nyanja.

26Nuko bakajya mu birere, hanyuma bagacubira ikuzimu, bakarwara bakamererwa nabi cyane;

27bakagira isereri bakadandabirana nk'abasinzi, ubuhanga bari basanganywe bukayoyoka.

28Nuko batakambira Uhoraho mu mage barimo, na we abakiza imibabaro yabo;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

29wa muyaga w'inkubi awugaruramo ituze, ibitunda by'inyanja birahwama.

30Nuko bishimira ko ituze rigarutse, maze Uhoraho abajyana mu mwaro bashakaga.

31Nibashimire rero Uhoraho impuhwe ze, n'ibitangaza akorera bene muntu!

32Nibamuratire mu ikoraniro rya rubanda, bamusingirize no mu iteraniro ry'abakuru b'imiryango.

33Inzuzi azihindura ubutayu, ahari amasoko y'amazi hakumagara,

34n'igihugu cyera akagihindura ubutaka bw'umunyu, ku mpamvu y'ubugiranabi bw'abahatuye.

35Ubundi kandi ubutayu akabuhindura ikidendezi cy'amazi, n'ahantu h'imburamazi akahahindura amasoko;

36maze akahatuza abari bashonje, bakahubaka umugi wo kubamo,

37bagahinga imirima, bagatera imizabibu, bagasarura imbuto zeze.

38Uhoraho akabaha umugisha, bakororoka uko bukeye, kandi ntareke amatungo yabo agabanuka.

39Nyuma bakaza kugenda bagabanuka, bakazahara, babitewe n'ubutindahare, ibyago n'ububabare.

40Nuko agasuzuguza abakomeye, akababungereza ku gasi batazi iyo bajya.

41Nyamara akazamura umukene amukuye mu butindahare, n'imiryango akayiha kugwira nk'amashyo y'amatungo.

42Abantu b'intungane barabireba, bakishima, naho abagizi ba nabi bakaruca bakarumira.

43Mbese hari uwaba ashaka kumenya ubwenge? Niyitondere rero ibyo byose, maze azasobanukirwe n'ukuntu Uhoraho agira neza!

## Zaburi 108

### Imana ni yo ikwiye kwiringirwa muri byose

1*Indirimbo. Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

2Mana yanjye, umutima wanjye wasubiye mu gitereko, none reka ndirimbe, ncurange ibyishongoro; iryo ni ryo shema ryanjye.

3Kanguka, nanga y'imirya, nawe cyembe, maze nkangure umuseke!

4Uhoraho, nzagusingiriza no mu yindi miryango, ngucurangire aho ndi hose mu mahanga;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5kuko impuhwe zawe zikabakabaka ku ijuru, n'ubudahemuka bwawe bugatumbagira mu bicu.

6Mana yanjye, baduka wemarare hejuru y'ijuru, ikuzo ryawe ritumbagire hejuru y'isi yose!

7Kugira ngo inkoramutima zawe zirokoke, dukirishe indyo yawe, maze udusubize.

8Imana yavugiye mu Ngoro yayo ntagatifu iti «Ndatsinze! Negukanye Sikemu, ntambagira umubande wa Sukoti!

9Gilihadi ibaye iyanjye, na Manase ni iyanjye; Efurayimu ihindutse ingofero y'icyuma nambaye ku mutwe, naho Yuda ni inkoni yanjye y'ubutegetsi,

10Mowabu yo ibaye igikarabiro niyuhagiriramo, inkweto zanjye nkazirambika kuri Edomu, ngakoma akamu, nteye Ubufilisiti.»

11Ni nde uzanjyana mu mugi ucinyiye? Ni nde uzangeza muri Edomu?

12Nta wundi utari wowe, Mana yatuzinutswe, none ukaba utagitabarana n'ingabo zacu.

13Gira uze udutabare, udufashe kurwanya abanzi, kuko ubuvunyi buturuka ku bantu ari nta cyo bugeraho.

14Nituba kumwe n'Imana ni bwo tuzatsinda, ni yo izaribata abanzi bacu.

## Zaburi 109

### Imivumo

1*Igenewe umuririmbisha. Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

Mana wowe nsingiza, wikomeza kwinumira!

2Kuko abanyakarimi kabi n'abanyabinyoma bakokereza ari jye bibasiye, bakamvugisha bandyarya.

3Amagambo yabo y'urwango yanturutse impande zose, maze bakandwanya nta mpamvu.

4Umubano mwiza nabagiriye bawitura ibirego, nyamara jyewe nkavuga amasengesho mbasabira.

5Ineza mbagirira bayitura inabi, ubucuti mbagaragariza bakabwitura urwango.

6«Mushakire umugome umuhagarara iburyo, maze amushinje!

7Urubanza aburana, nirurangire atsinzwe ruhenu, maze najurira bimuviremo icyaha!

8Iminsi ye yo kubaho irabe mikeya, imirimo yari ashinzwe ihabwe undi,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9abahungu be bahinduke impfubyi, n'umugore we abe umupfakazi!

10Abahungu be barabe inzererezi n'abasabirizi, maze birukanwe mu matongo yabo;

11uwo yari abereyemo umwenda arakukumbe ibyo yungutse; abavamahanga basahure ibyo yaruhiye!

12Ntihakagire n'umwe umubera indahemuka, ntihakabe n'umwe ugirira ibambe impfubyi asize;

13urubyaro rwe rurakarimbuka, izina rye risibangane mu gisekuru kimwe gusa!

14Ibicumuro by'ababyeyi be biributswe Uhoraho, icyaha cy'umukecuru we cyoye guhanagurika.

15Ibyo byose ntibigasobe Uhoraho, maze atsembe ku isi icyatuma babibuka cyose!

16Ubwo uwo muntu atagira agatima k'imbabazi, agatoteza umukene ngo amwice, akibasira umutindahare wasumbirijwe,

17akanogerwa no kuvuma, yokokamwa n'umuvumo we, ntashake gutunga umugisha, yokabura umugisha.

18Ubwo yambaye umuvumo nk'igishura, ukamucengeramo nk'amazi, ugacengera mu mubiri we nk'amavuta,

19uwo muvumo urakamubera nk'umwambaro yambaye, umubere nk'umukandara ahora akindikije!»

20Nguko uko Uhoraho azitura abandega, kimwe n'abamvuga nabi bose.

21Naho wowe, Nyagasani, Mana yanjye, ndengera ugiriye izina ryawe; ubudahemuka bwawe burangwa no kugira neza, none nyirokorera.

22Ndi umukene n'umutindahare, n'umutima wanjye wankomerekeye mu nda.

23Ndarembera nk'igicucu kijya kurenga, barampinda nk'abirukana inzige.

24Sinkibasha guhagarara bitewe no kubura icyo ndya, n'umubiri wanjye wanyunyujwe no kutagira ibinure.

25Kuri bo nabaye insuzugurwa bikabije, iyo bambonye barajiginywa.

26Ntabara, Uhoraho, Mana yanjye, nkiza ukurikije impuhwe zawe;

27maze bamenye ko ari wowe wakinze ukuboko, bamenye ko ari wowe, Uhoraho, ukora byose.

28Bo baravuma, wowe ugatanga umugisha: bari banteye, ariko baracemererwa, maze umuyoboke wawe arishima.

29Abandegaga nibicwe n'ipfunwe, bamanjirwe, isoni bafite zibisesureho nk'igishura.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

30Nzamamaza Uhoraho ndanguruye ijwi, nzamusingirize hagati y'imbaga y'abantu;
31kuko ahagarara iburyo bw'umutindahare, kugira ngo amukize abamucira urubanza.

## Zaburi 110

### Umukiza ni umwami n'umuherezabitambo

1*Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

Uhoraho yabwiye Umutegetsi wanjye, ati «Icara iburyo bwanjye, kugeza igihe abanzi bawe mbagira umusego w'ibirenge byawe!»

2Inkoni yawe y'ubutegetsi, yuje ububasha, Uhoraho azayirambura igere kure, uhereye i Siyoni: «Ganza, ugenge abanzi bagukikije!

3Wahawe ubutware kuva ukivuka, wimikirwa ku misozi mitagatifu; mbese nk'urume rutonda mu museke, uko ni ko nakwibyariye!»

4Uhoraho yarabirahiriye, kandi ntazisubiraho na gato, ati «Uri umuherezabitambo iteka ryose, ku buryo bwa Malekisedeki.»

5Nyagasani ahora iburyo bwawe, agatikiza abami ku munsi w'uburakari bwe.

6Acira amahanga imanza, akagerekeranya imirambo, ku isi hose agatsemba abatware.

7Mu rugendo anywa amazi ku mugezi uhurura, bigatuma yongera kubyutsa umutwe.

## Zaburi 111

### Umuvugo urata Imana idahemuka kandi igira ubuntu

1Alleluya!

***Alefu***

Nzasingiza Uhoraho n'umutima wanjye wose,

***Beti***

mu nteko y'intungane no mu ikoraniro rusange.

***Gimeli***

2Ibyo Uhoraho yakoze biratangaje,

***Daleti***

ababyitayeho bose bahugukira kubizirikana.

***He***

3Ibikorwa bye birangwa n'ubwiza n'ubudasumbwa,

***Vawu***

kandi ubutungane bwe bugahoraho iteka.

***Zayini***

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Yashatse ko bagenda bibukiranya ibitangaza bye,

***Heti***

Uhoraho ni umunyaneza n'umunyampuhwe.

***Teti***

5Abamwubaha abaha ibibatunga,

***Yodi***

akibuka iteka Isezerano rye.

***Kafu***

6Umuryango we yaweretse ibikorwa bye bihambaye,

***Lamedi***

igihe awugabiye ayandi mahanga ho umunani.

***Memu***

7Ibyo akora byose birangwa n'ukuri n'ubutungane,

***Nuni***

amategeko ye yose akwiye kwiringirwa.

***Sameki***

8Yashyiriweho abo mu bihe byose kandi ku buryo budasubirwaho,

***Ayini***

akaba agenewe kubahirizwa nta buryarya n'ubuhemu.

***Pe***

9Uhoraho yazaniye umuryango we ikiwubohora,

***Tsade***

agena rimwe rizima imiterere y'Isezerano rye.

***Kofu***

Izina rye ni ritagatifu, kandi rigatera ubwoba.

***Reshi***

10Intangiriro y'ubwenge ni ugutinya Uhoraho;

***Shini***

abagenza batyo bose ni bo inararibonye.

***Tawu***

Ibisingizo bye bizahoraho iteka ryose.

## Zaburi 112

1Alleluya!

***Alefu***

**Amahirwe y'umuntu wubaha Imana**

**H**ahirwa umuntu utinya Uhoraho,

***Beti***

agahimbazwa n'amategeko ye!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

*Gimeli*

2Urubyaro rwe ruzagira amaboko mu gihugu,

*Daleti*

ubwoko bw'abantu b'intungane bugire umugisha.

*He*

3Ubukungu n'umunezero bibarizwa iwe,

*Vawu*

n'ubutungane bwe buhoraho iteka.

*Zayini*

4Mu gihe cy'umwijima, yaka nk'urumuri, rumurikira abantu b'intagorama.

*Heti*

Koko impuhwe, ineza n'ubutungane, ni byo bimuranga.

*Teti*

5Hahirwa umuntu ugira impuhwe, kandi akaguriza abandi,

*Yodi*

ibintu bye aba abigengana ubutungane.

*Kafu*

6Nta bwo azigera ahungabana bibaho,

*Lamedi*

azasiga urwibutso rudasibangana.

*Memu*

7Ntakangaranywa n'ibihuha bibi,

*Nuni*

akomeza umutima akiringira Uhoraho,

*Sameki*

8umutima we uhora mu gitereko, ntagire icyo yikanga,

*Ayini*

agashobora kwirebera uko abanzi be bigorerwa.

*Pe*

9Agira ubuntu, agaha abakene ataziganya;

*Tsade*

ubutungane bwe bugahoraho iteka,

*Kofu*

akagendana ishema n'ubwemarare.

*Reshi*

10Umugomeramana, iyo amubonye, arajiginywa,

*Shini*

agahekenya amenyo, agashenguka;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ibyifuzo by'abagomeramana biburiramo.

## Zaburi 113

### Umuvugo urata Imana isumba byose kandi yita ku bantu

1Alleluya! Bayoboke b'Uhoraho, nimuhanike ibisingizo, maze musingize izina ry'Uhoraho!

2Izina ry'Uhoraho nirisingizwe, ubu ngubu n'iteka ryose!

3Kuva igihe izuba rirashe kugeza ubwo rirenga, nihasingizwe izina ry'Uhoraho!

4Uhoraho asumba kure amahanga yose, n'ikuzo rye rigasumba ijuru.

5Ni nde wamera nk'Uhoraho Imana yacu, we utetse ijabiro hejuru iyo gihera,

6maze akunama areba ijuru n'isi hasi ye?

7Ahagurutsa indushyi mu mukungugu, akavana umutindi mu cyavu,

8kugira ngo amwicaze hamwe n'abakomeye, abakomeye bo mu muryango we.

9Umugore wari ingumba amushakira inzu, akamugira umubyeyi wizihiwe mu bana be.

## Zaburi 114

### Ibitangaza Imana yakoze igihe cy'iyimukamisiri

1Alleluya! Igihe Abayisraheli basohotse mu Misiri, inzu ya Yakobo ikava mu gihugu cy'abanyamahanga,

2Yuda yahindutse igicumbi cy'Uhoraho, Israheli ihinduka ingarigari ye.

3Inyanja yarababonye, irahunga, Yorudani na yo irakimirana isubira inyuma;

4imisozi miremire isimbagurika nk'amapfizi y'intama, n'utununga dusimbagurika nk'abana b'intama.

5Mbe nyanja, utewe n'iki guhunga? Nawe Yorudani, utewe n'iki gukimirana usubira inyuma?

6Mbe misozi miremire, mutewe n'iki gusimbagurika nk'amapfizi y'intama? namwe tununga, mutewe n'iki gusimbagurika nk'abana b'intama?

7Butaka, itere hejuru imbere y'Umutegetsi, imbere y'Imana ya Yakobo,

8yo igira urutare ikaruhindura ikidendezi cy'amazi, n'ikibuye cy'intamenwa ikagihindura isoko idudubiza.

## Zaburi 115


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Umuvugo wogeza Imana nyakuri

1Nta bwo ari twebwe, Uhoraho, nta bwo ari twebwe, ahubwo ni izina ryawe ukwiye guhesha ishema, kubera urukundo n'ubudahemuka ugira.

2Ni iki cyatuma amahanga avuga ngo «Mbese Imana yabo iba hehe?»

3Imana yacu iba mu ijuru, icyo ishatse cyose ikagikora.

4Ibigirwamana byabo si ikindi, ni feza na zahabu, ni ibintu byabumbwe n'intoki za muntu.

5Bifite umunwa, ariko ntibivuge, bikagira amaso, ariko ntibibone;

6bifite amatwi, ariko ntibyumve, bikagira amazuru, ariko ntibihumurirwe;

7bifite ibiganza, ariko ntibikorakore, bikagira n'ibirenge, ariko ntibigende; nta jwi na busa riva mu muhogo wabyo.

8Ba nyir'ukubihanga barakamera nka byo, kimwe n'ababyiringira bose.

9Naho mwebwe, bana ba Israheli, nimwiringire Uhoraho: ni we muvunyi wanyu n'ingabo ibakingira!

10Abo mu nzu ya Aroni, nimwiringire Uhoraho: ni we muvunyi wanyu n'ingabo ibakingira!

11Namwe abatinya Uhoraho, nimwiringire Uhoraho: ni we muvunyi wanyu n'ingabo ibakingira!

12Uhoraho aratuzirikana, azaduha umugisha! azaha umugisha inzu ya Israheli, azaha umugisha inzu ya Aroni,

13azaha umugisha abatinya Uhoraho, abaciye bugufi kimwe n'abakomeye.

14Uhoraho arabahe kugwira, mwebwe n'abana banyu!

15Murakagira umugisha w'Uhoraho, we waremye ijuru n'isi!

16Ijuru ni ijuru ry'Uhoraho, naho isi yayigabiye bene muntu.

17Abapfuye si bo basingiza Uhoraho, bo bamanukira mu gihugu cy'ubujunjame;

18naho twebwe abazima, turasingiza Uhoraho, kuva ubu ngubu ukazageza iteka ryose.

## Zaburi 116

1Alleluya.

### Umuvugo ushimira Imana nyuma y'ibyago

Icyo nkundira Uhoraho,
ni uko yumva ijwi ryanjye iyo mutakambiye,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2maze akunama, akantega amatwi; mu buzima bwanjye bwose sinzareka kumwiyambaza.

3Ingoyi z'urupfu zari zamboshye, imirunga y'ikuzimu yari yanjishe, ishavu n'agahinda byari byanyishe,

4maze niyambaza izina ry'Uhoraho, nti «Uhoraho, kiza amagara yanjye!»

5Uhoraho ni umunyampuhwe n'intarenganya, koko Imana yacu ni Nyir'imbabazi!

6Uhoraho aragira ab'intamenyekana; nari umunyantege nke, maze arantabara.

7Mutima wanjye, subira mu gitereko maze utuze, kuko Uhoraho yakugiriye neza cyane!

8Ubwo amagara yanjye wayakuye mu nzara z'urupfu, amaso yanjye ukayarinda amarira, n'ibirenge byanjye ukabirinda gutsitara,

9nzakomeza gutunganira Uhoraho ku isi y'abazima.

10Nagumanye icyizere, ndetse n'igihe navugaga nti «Ndi umunyabyago bikabije!»

11Namara kugera kure kubi, nkajya mvuga nti «Abantu bose ni ababeshyi!»

12Ibyiza byose Uhoraho yangiriye, rwose nzabimwitura nte?

13Nzashyira ejuru inkongoro y'umukiro, kandi njye niyambaza izina ry'Uhoraho;

14nzarangiza amasezerano nagiriye Uhoraho imbere y'iteraniro ry'umuryango we wose.

15Koko Uhoraho ababazwa n'urupfu rw'abayoboke be!

16None rero, Uhoraho, wagiriye ko ndi umugaragu wawe, umugaragu wawe wabyawe n'umuja wawe, maze umbohora ku ngoyi!

17Nzagutura igitambo cy'ishimwe, kandi njye niyambaza izina ry'Uhoraho;

18nzarangiza amasezerano nagiriye Uhoraho, imbere y'iteraniro ry'umuryango we wose,

19mu ngombe z'Ingoro y'Uhoraho, muri wowe nyirizina, Yeruzalemu!

## Zaburi 117

### Uhoraho nasingizwe hose

1Alleluya! Mahanga mwese, nimusingize Uhoraho, miryango mwese, mumwamamaze;

2kuko urukundo adukunda rutagira urugero, n'ubudahemuka bwe bugahoraho iteka!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Zaburi 118

**Indirimbo yo gushimira Uhoraho nyuma y'amakuba**

1Alleluya! Nimusingize Uhoraho, kuko ari umugwaneza, kandi urukundo rwe rugahoraho iteka!

2Imiryango ya Israheli nibivuge ibisubiremo, iti «Urukundo rwe ruhoraho iteka!»

3N'inzu ya Aroni nibivuge ibisubiremo, iti «Urukundo rwe ruhoraho iteka!»

4N'abatinya Uhoraho nibabivuge babisubiremo, bati «Urukundo rwe ruhoraho iteka!»

5Mu magorwa yanjye, natakiye Uhoraho, maze Uhoraho aranyumva, anshyira ahantu hagutse.

6Uhoraho turi kumwe, nta cyantera ubwoba: umuntu wagira icyo antwara yaturuka he?

7Uhoraho turi kumwe, arantabara, maze abanzi banjye nkabarebana akajogo.

8Ibyiza ni ukwisunga Uhoraho, aho kwiringira abantu!

9Ibyiza ni ukwisunga Uhoraho, aho kwiringira abanyamaboko.

10Amahanga yose yari yantangatanze, ariko ku izina ry'Uhoraho ndayatsemba!

11Bari bantangatanze impande zose, ariko ku izina ry'Uhoraho ndabatsemba!

12Bari bantangatanze nk'amarumbo y'inzuki, ariko bazima nk'umuriro w'ibitovu, kuko ku izina ry'Uhoraho nabatsembye!

13Bashatse kumpirika ngo bangushe, ariko Uhoraho arantabara.

14Uhoraho ni we mbaraga zanjye n'icyivugo cyanjye; ni we nkesha agakiza kose!

15Impundu z'ibyishimo n'iz'ubutsinzi, nizihore zivuga mu ngo z'ab'intungane, baririmbe bati «Indyo y'Uhoraho yagaragaje ibigwi!

16Indyo y'Uhoraho yarihanukiriye, maze indyo y'Uhoraho igaragaza ibigwi!»

17Oya, nta bwo nzapfa, ahubwo nzaramba, maze mpore namamaza ibikorwa by'Uhoraho.

18Ni koko Uhoraho yari yampaye igihano gikaze, ariko ntiyagejeje aho kungabiza urupfu!

19None nimunkingurire imiryango nyabutungane, maze ninjire, nshimire Uhoraho!

20Dore irembo rigana Uhoraho aho riherereye: ab'intungane ni bo baryinjiramo!

21Reka ngusingize, Nyagasani, kuko wanyumvise, maze ukambera umukiza!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22Ibuye abubatsi bari barajugunye, ni ryo ryahindutse ibuye ry'insanganyarukuta !

23Uhoraho ni we wagennye ko biba bityo, maze biba agatangaza mu maso yacu.

24Nguyu umunsi Uhoraho yigeneye: nutubere umunsi w'ibirori n'ibyishimo.

25Emera, Uhoraho, emera utange umukiro! Emera, Uhoraho, emera utange umutsindo!

26Nihasingizwe uje mu izina ry'Uhoraho! Tubifurije umugisha mu Ngoro y'Uhoraho!

27Uhoraho ni Imana, aratumurikira. Cyo nimukorane, mutambagire mufite amashami mu ntoki, murinde mugera ku mpembe z'urutambiro.

28Ni wowe Imana yanjye, ndagushimira, Mana yanjye, ndakurata.

29Nimusingize Uhoraho, kuko ari umugwaneza, kandi urukundo rwe rugahoraho iteka!

## Zaburi 119

### Igisingizo cy'amategeko Imana yahishuriye abantu

***Alefu***

1Hahirwa abadakemwa mu mibereho yabo, bagakurikiza amategeko y'Uhoraho!

2Hahirwa abumvira ibyemezo bye, bakamushakashaka babikuye ku mutima!

3Abo birinda gukora ikibi, ahubwo bagakurikira inzira ze.

4Ni wowe witangarije amabwiriza, ugira ngo bayakurikize ubutayahuga.

5Icyampa ngo inzira zanjye zihame, kugira ngo nkurikize ugushaka kwawe!

6Ubwo rero sinzagira isoni zo kurangamira amategeko yawe yose.

7Nzagushimagiza n'umutima uboneye maze kumenya amateka atunganye uciye.

8Ugushaka kwawe nzagukurikiza, ntuzanterane bibaho.

***Beti***

9Mbese ukiri muto yaba indakemwa ate mu nzira ye? Yabigeraho akurikiza ijambo ryawe.

10Ndagushakashakana umutima wanjye wose, ntuncishe ukubiri n'amategeko yawe.

11Amasezerano yawe nayikomeje mu mutima, ngira ngo ntagucumuraho.

12Uragasingizwa, Uhoraho! Umenyeshe ugushaka kwawe.

13Mpora ntondagura amateka yose waciye.

14Mpimbazwa no gukurikiza ibyemezo byawe kuruta uko ubukire butera ibyishimo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Nzazirikana amabwiriza yawe, maze ndangamire inzira zawe.

16Nzahimbazwa n'ugushaka kwawe, noye kuzibagirwa ijambo ryawe.

***Gimeli***

17Ugirire ubuntu umugaragu wawe, nzabeho, maze nzakurikize ijambo ryawe.

18Mpumura amaso maze nzirebere ibyiza by'amategeko yawe.

19Ndi umushyitsi ku isi, ntumpishe imigambi yawe.

20Umutima wanjye wazonzwe no guhora nifuza kumenya amateka uciye.

21Ukangara ibivume by'abirasi bagendera kure y'amategeko yawe.

22Urandinde igitutsi n'agasuzuguro, kuko nakurikije ibyemezo byawe.

23N'aho ibikomangoma byakorana bikamvuga nabi, umugaragu wawe ahora azirikana ugushaka kwawe.

24Ibyemezo byawe bintera guhimbarwa, imigambi yawe ni yo mfatiraho inama.

***Daleti***

25Dore ndambaraye mu mukungugu, umbesheho ukurikije ijambo ryawe.

26Nakugaragarije inzira zanjye, nawe uransubiza, unyigishe ugushaka kwawe.

27Unyumvishe inzira y'amabwiriza yawe, kugira ngo njye nzirikana ibyiza byawe.

28Umutima wanjye urashengurwa n'agahinda, unzahure ukurikije ijambo ryawe.

29Urandinde inzira y'ikinyoma, maze ungirire ubuntu, umpe amategeko yawe.

30Nahisemo kutazagutenguha, nsobanukirwa n'amateka yawe.

31Nakomeye ku byemezo byawe, Uhoraho, ntuzankoze isoni!

32Inzira y'amatangazo yawe irambangukiye, kuko waguye umutima wanjye.

***He***

33Uhoraho, unyigishe inzira y'ugushaka kwawe, kugira ngo nyikomeze kugera mu ndunduro.

34Umpe ubwenge, kugira ngo nkomeze amategeko yawe, maze nyakurikize n'umutima wanjye wose.

35Unkomeze mu nzira y'amatangazo yawe, kuko ari yo anezereje.

36Werekeze umutima wanjye ku byemezo byawe, aho kohoka ku maronko.

37Amaso yanjye uyarinde ibitagirashinge, unkomeze mu nzira zawe.

38Ukomereze umugaragu wawe isezerano, wateganyirije abayoboke bawe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

39Undinde igitutsi kintera ubwoba, kuko amateka uciye ari yo nyuramutima.

40Icy'ingenzi nifuza ni ugukurikiza amabwiriza yawe, untungishe ubutungane.

***Vawu***

41Uhoraho, ubuntu bwawe nibunsendere, unkize nk'uko wabisezeranye!

42Sinzabure icyo nsubiza abantuka, kuko niringiye ijambo ryawe.

43Ntunkure mu kanwa ijambo ry'ukuri, kuko niringiye amateka waciye.

44Ndashaka gukurikiza amategeko yawe, iteka ryose rizira iherezo.

45Nzagire ubuzima buzira inkomyi, kuko nibanda ku mabwiriza yawe.

46Nzatangariza ibyemezo byawe, imbere y'abami, nta soni mfite.

47Amatangazo yawe yaranyuze, narayakunze cyane.

48Nerekeje ibiganza byanjye ku matangazo yawe yanyuze, maze nzazirikane ugushaka kwawe.

***Zayini***

49Wibuke ijambo wabwiye umugaragu wawe, ari na ryo nakomeje kwizera.

50Ikintera ihumure mu byago byanjye, ni ijambo ryawe rizambeshaho.

51N'ubwo abirasi bansetse bikabije, sinigeze nteshuka ku mategeko yawe.

52Ndibuka amateka waciye kera, Uhoraho, maze bikantera guhumurizwa.

53Nshengurwa n'uburakari imbere y'abakwihakana, batandukiriye amategeko yawe.

54Imigambi yawe ni yo ndirimbo yanjye mu nzu ntuyemo bushyitsi.

55Uhoraho, nijoro nibuka izina ryawe, kandi ngakurikiza amategeko yawe.

56Mu by'ukuri icyo ngenewe ni ugukurikiza amabwiriza yawe.

***Heti***

57Uhoraho, ndabivuze: umugabane wanjye ni ugukurikiza ijambo ryawe.

58Ndashaka kukunyura n'umutima wanjye wose, umbabarire nk'uko wabisezeranye!

59Nasuzumye imibereho yanjye, nkaba nshaka kugarukira ibyemezo byawe.

60Nshishikariye ndatindiganyije gukurikiza amatangazo yawe.

61Nkikijwe n'imitego y'abagiranabi, ariko sinibagiwe amategeko yawe.

62Rwagati mu ijoro ndabyuka ngo ngushimire, ku mpamvu y'amateka atunganye waciye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

63Nifatanyije n'abagutinya bose, bagakurikiza amabwiriza yawe.

64Uhoraho, isi isendereye impuhwe zawe, unyigishe ugushaka kwawe.

***Teti***

65Wagiriye neza umugaragu wawe, Uhoraho, ukurikije ijambo ryawe.

66Unyigishe ibyiza by'ubushishozi n'ubumenyi, kuko niringiye amatangazo yawe.

67Mbere yo gucishwa bugufi, narayobagurikaga, naho ubu ngubu, nkurikiza amasezerano yawe.

68Uri umugwaneza n'umugiraneza, unyigishe ugushaka kwawe.

69Abirasi baranyandavurisha ibinyoma, ariko jyewe, nkurikiza amabwiriza yawe mbikuye ku mutima.

70Umutima wabo wazibiranywe n'ikinure, naho jyewe ngahimbazwa n'amategeko yawe.

71Byanguye neza kuba naracishijwe bugufi, kugira ngo nitoze ugushaka kwawe.

72Amategeko y'umunwa wawe andutira ibihumbi by'amasikeli ya zahabu na feza.

***Yodi***

73Ibiganza byawe byarandemye, maze birankomeza, umpe ubwenge, ngo nitoze amatangazo yawe.

74Abagutinya nibandeba, bazishima, kuko nizeye ijambo ryawe.

75Uhoraho, nzi ko amateka waciye atunganye, kandi nta bwo wibeshye uncisha bugufi.

76Urukundo rwawe ni rwo rwampoza, nk'uko wabisezeranije umugaragu wawe.

77Impuhwe zawe nizincengere maze mbeho, kuko amategeko yawe antera ubwuzu.

78Abirasi banyicisha ibinyoma nibakorwe n'ikimwaro, jyewe nzirikana amabwiriza yawe.

79Abagutinya nibangarukire, bazamenye ibyemezo byawe.

80Umutima wanjye nuberwe no gukora icyo ushaka, bityo sinzakorwa n'ikimwaro.

***Kafu***

81Umutima wanjye uhangarije agakiza kawe, nizeye ijambo ryawe.

82Amaso yanjye ahangarije amasezerano yawe, nibaza nti «Mbese uzampoza ryari?»

83Nari meze nk'uruhago rutaze ku mwotsi, cyakora sinibagiwe ugushaka kwawe.

84Mbese iminsi uteganyirije umugaragu wawe ingana iki? Kandi uzacira ryari


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

urubanza abantoteza?

85Abirasi barancukurira imyobo, batitaye ku mategeko yawe.

86Amatangazo yawe yose ni ukuri, barantotereza ubusa, urantabare.

87Narabandagaye, nsa n'ureba ikuzimu, cyakora sinateshutse ku mabwiriza yawe.

88Girira ubuntu bwawe, umbesheho, nzakurikize ibyemezo wivugiye.

***Lamedi***

89Uhoraho, iteka ryose ijambo ryawe rihoraho mu ijuru.

90Ukuri kwawe guhoraho kuva mu gisekuruza kujya mu kindi; isi wayishinze ubutajegajega.

91Kugeza uyu munsi, byose biracyariho uko wabishatse, kuko isi yose ikugaragiye.

92Iyaba amategeko yawe atari anteye ubwuzu, mba narahitanywe n'ibyago.

93Sinzigera nibagirwa amabwiriza yawe, kuko ari yo untungishije.

94Ndi uwawe, unyirokorere, kuko ndangamiye amabwiriza yawe.

95Abagiranabi barashaka icyankuraho, jyewe nkomeza guhugukira ibyemezo byawe.

96N'aho byose byaba biboneye, bigira iherezo, ariko amatangazo yawe ntagira urubibi!

***Memu***

97Mbega ukuntu nkunda amategeko yawe! Iminsi yose ndayazirikana.

98Amatangazo yawe ni yo bukire bwanjye igihe cyose, yanyigishije ubwenge butambutse ubw'abanzi banjye.

99Ubujijuke mburusha abarezi banjye bose, kuko nakunze kuzirikana ibyemezo byawe.

100Ndusha abasaza gusobanukirwa, kuko numviye amabwiriza yawe yose.

101Nanze gukurikira inzira zose z'ikibi, kugira ngo nkomeze ijambo ryawe.

102Nta bwo nacishije ukubiri n'amateka waciye, kuko ari wowe uyantoza.

103Mbega ngo amasezerano yawe arandyohera, kurusha ubuki mu kanwa kanjye!

104Amabwiriza yawe yampaye gusobanukirwa, bituma nanga inzira zose z'ibinyoma.

***Nuni***

105Ijambo ryawe rimurikira intambwe zanjye, rikaboneshereza inzira yanjye.

106Narahiriye gukurikiza amateka atunganye waciye, kandi ni na ko nzabikomeza.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

107Nacishijwe bugufi bikabije, Uhoraho, umbesheho nk'uko wabisezeranye.

108Uhoraho, wakire amasengesho ngutuye, maze unyigishe amateka waciye.

109Amagara yanjye asa nahora ancika, ariko sinibagirwe amategeko yawe.

110Abagiranabi banshandikiye umutego, ariko sinahuga ngo nitaze ibyo wantegetse.

111Ibyemezo byawe ni byo murage wanjye, ni na byo byishimo by'umutima wanjye.

112Nshishikajwe no gukurikiza ugushaka kwawe, ni cyo gihembo cyanjye iteka ryose.

***Sameki***

113Nanga imitima ijajanganya, maze ngakunda amategeko yawe.

114Ni wowe buhungiro bwanjye n'ingabo yanjye, niringiye ijambo ryawe.

115Bagiranabi, nimumve iruhande, kugira ngo nkomeze amatangazo y'Imana yanjye.

116Unshyigikire ukurikije amasezerano yawe, kugira ngo mbeho, ntukoze isoni amizero yanjye.

117Untere imbaraga kugira ngo ndokoke, nzarangamire ubudahwema ugushaka kwawe.

118Abadakora icyo ushaka urabahigika, kuko ibyo bigira byose ari ibinyoma.

119Abagiranabi bose b'isi, wabagize ibiseswa, ni cyo gituma nkunda ibyemezo byawe.

120Umubiri wanjye uradagadwa kubera kugutinya, kandi amateka uciye antera ubwoba.

***Ayini***

121Nakoranye umurava n'ubutabera, ntunyegurire abanyisha agahato.

122Unyizeze ko byose bizantunganira, maze abirasi boye kunshikamira.

123Amaso yanjye ahangarije agakiza kawe, n'ijambo ryawe ry'ubutabera.

124Ugenzereze umugaragu wawe ukurikije impuhwe zawe, maze unyigishe amategeko yawe.

125Ndi umugaragu wawe, umpe ubwenge, kugira ngo menye neza imigambi yawe.

126Uhoraho, amagingo arageze ngo uhaguruke, kuko barenze ku mabwiriza yawe.

127Ni cyo gituma nkunda amategeko yawe, kurusha zahabu, ndetse zahabu iyunguruye.

128Ni cyo cyatumye nsanga amatangazo yawe atunganye, nkanga imigirire yose y'ububeshyi.

***Pe***


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

129Amategeko yawe ni agatangaza, ni cyo gituma umutima wanjye uyakomeyeho.

130Guhishura amagambo yawe ni urumuri, abiyoroshya akabaha ubwenge.

131Mbumbuye umunwa wanjye ngo miragure, kuko mfite inyota y'amatangazo yawe.

132Hindukira undebe maze ungirire ibambe, nk'uko wabiteganyirije abagukunda.

133Intambwe zanjye uzikomereshe amategeko yawe, ntureke ubukozi bw'ibibi bunyigarurira.

134Unkize abantu banshikamiye, kugira ngo nkurikize amabwiriza yawe.

135Umurikishe uruhanga rwawe ku mugaragu wawe, kandi unyigishe amategeko yawe.

136Amarira arashoka mu maso yanjye, kuko badakurikiza amabwiriza yawe.

***Tsade***

137Uhoraho, uri umunyabutungane, ukaba intarenganya mu bucarubanza bwawe.

138Washyizeho amategeko yawe mu butabera, ugaragaza ukuri gushyitse.

139Ishyaka ry'uburakari rirangurumanamo, kuko abanzi banjye bibagirwa ijambo ryawe.

140Ijambo ryawe rizira ihinyu, kandi umugaragu wawe ararikunda.

141N'ubwo ndi intamenyekana n'insuzugurwa, sinigeze nibagirwa amategeko yawe.

142Ubutabera bwawe buhoraho iteka ryose, kandi amategeko yawe ni ukuri kudakuka.

143Ishavu n'ihagarikamutima byamfashe, ariko amatangazo yawe yo antera ubwuzu.

144Ibyemezo byawe ni ubutabera bw'iteka ryose, umpere ubwenge kubyumva maze nzabeho.

***Kofu***

145Uhoraho, ndagutabaza n'umutima wanjye wose, unsubize; ndashaka gukurikiza ugushaka kwawe.

146Ndagutakambiye, urantabare, kugira ngo nkomeze ibyemezo byawe.

147Mbere y'umuseke mba ngutabaza, nizeye icyo uri buvuge.

148Mba nkanuye mbere y'uko bucya, kugira ngo nzirikane amasezerano yawe.

149Uhoraho, wumve ijwi ryanjye, kuko uri umunyampuhwe, umbesheho ukurikije amateka waciye.

150Inkozi z'ibibi zintoteza ziransatiriye, amategeko yawe ziyagendera kure.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

151Wowe, Uhoraho, undi hafi, kandi amatangazo yawe ni yo y'ukuri.

152Kuva kera namenye ko ibyemezo byawe, wabishingiye kuzahoraho iteka.

***Reshi***

153Reba ubutindi bwanjye, maze undokore, kuko ntibagiwe amategeko yawe.

154Burana urubanza rwanjye, maze ungobotore, undwaneho ukurikije amasezerano yawe.

155Abagiranabi umukiro ubari kure, kuko batumvira ugushaka kwawe.

156Uhoraho, impuhwe zawe ni igisagirane, umbesheho ukurikije amateka waciye.

157Abantoteza n'abanzi banjye ntibagira ingano, ariko sinateshutse ku byemezo byawe.

158Nshenguka umutima iyo mbonye abahakanyi, kuko badakurikiza amasezerano yawe.

159Reba ukuntu nkunda amabwiriza yawe, Uhoraho, umbesheho ukurikije impuhwe zawe.

160Mbere ya byose ijambo ryawe ni ukuri: n'amateka waciye aratunganye kandi azahoraho iteka.

***Shini***

161Ibikomangoma biranyikomye nta mpamvu, ariko amagambo yawe yonyine ni yo mfitiye igitinyiro.

162Nshimishwa n'amasezerano yawe, nk'uwabonye iminyago itabarika.

163Nanga ikinyoma urunuka, ariko ngakunda amategeko yawe.

164Ngusingiza karindwi mu munsi, ku mpamvu y'amateka atunganye waciye.

165Abakunda amategeko yawe bagira amahoro yuzuye, kuri bo nta kibakoma imbere.

166Uhoraho, nizeye uburokozi bwawe, kandi nakurikije amatangazo yawe.

167Nkurikiza ibyemezo byawe mbikuye ku mutima, maze nkabikunda bihebuje.

168Nkurikiza amatangazo n'ibyemezo byawe, kandi ibyo nkora byose uba ubibona.

***Tawu***

169Uhoraho, induru mvuza ikugereho, umpe ubwenge ukurikije ijambo ryawe.

170Ugutakamba kwanjye nikugere imbere yawe, undokore ukurikije amasezerano yawe.

171Umunwa wanjye wamamaza ibisingizo byawe, kuko umenyesha ugushaka

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kwawe.

172Ururimi rwanjye niruhimbaze amasezerano yawe, kuko amatangazo yawe yose atunganye.

173Ikiganza cyawe nikimbere ikiramiro, kuko nahisemo amabwiriza yawe.

174Uhoraho, icyo nifuza ni uko wandokora, kandi amategeko yawe antera ibyishimo.

175Icyampa ngo mbereho kugusingiza, maze amateka waciye ambere ikiramiro.

176Ndabungera nk'intama yazimiye; ngwino utarure umugaragu wawe, kuko ntibagiwe amatangazo yawe.

## Zaburi 120

### Ababeshyera abandi bazahanwa bikaze

1*Indirimbo y'amazamuko*

Igihe nari mu kaga natakambiye Uhoraho, maze na we aranyumva.

2Uhoraho, urandinde abantu babeshya, kandi bakarahira ibinyoma!

3Nk'ubwo se Imana izabahanisha iki, mwebwe, murahira ibinyoma?

4Izabahanisha imyambi yo ku rugamba, yatyarijwe ku makara y'umugenge.

5Mbega ibyago ngira byo gutura mu banyamahanga, no gutura rwagati mu bagome!

6Natuye igihe kirekire mu bantu banga amahoro;

7maze naba mvuze amahoro, bo bagashoza intambara.

## Zaburi 121

### Uhoraho ni umuvunyi w'umuryango we

1*Indirimbo y'amazamuko.*

Amaso nyahanze impinga y'imisozi: mbese nzatabarwa n'uvuye he?

2Ubuvunyi bwanjye buturuka kuri Uhoraho waremye ijuru n'isi.

3Ntazareka intambwe zawe zidandabirana, umurinzi wawe ntasinziriye.

4Oya, umurinzi wa Israheli ntasinziriye, ntanahunyiza.

5Uhoraho ni we murinzi n'ubwikingo bwawe, ahora akurengera mu rugendo.

6Bityo ntuzicwa n'izuba ry'amanywa cyangwa umwezi wa nijoro.

7Uhoraho azakurinda ikibi cyose, anakurindire amagara yawe.

8Ni koko, Uhoraho azakurinda, kuva uhagurutse kugeza uhindukiye, uhereye ubu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'iteka ryose.

## Zaburi 122

### Ibyishimo byo kujya mu Ngoro y'Imana

1*Indirimbo y'amazamuko. Iri mu zo bitirira Dawudi.*

Mbega ibyishimo nagize igihe bambwiye, bati «Ngwino tujye mu Ngoro y'Uhoraho!»

2None urugendo rwacu rutugejeje ku marembo yawe, Yeruzalemu!

3Yeruzalemu, uri umurwa wubatse neza, umugi ucinyiye cyane.

4Aho ni ho imiryango ya Israheli, imiryango y'Uhoraho iza mu mutambagiro, gusingiza Uhoraho uko Israheli yabitegetswe.

5Aho ni ho hari intebe y'ukomoka kuri Dawudi, intebe yicaraho igihe aca imanza.

6Nimwifurize Yeruzalemu amahoro, muti «Abagukunda bose baragahorana ituze;

7amahoro naganze mu nkike zawe, n'ituze rikwire mu rugo rwawe!»

8Kubera abavandimwe banjye n'incuti zanjye, mpimbajwe no kukubwira nti «Amahoro naganze iwawe!»

9Kubera Ingoro y'Uhoraho Imana yacu, nkwifurije ishya n'ihirwe!

## Zaburi 123

### Isengesho ry'umuntu w'insuzugurwa ariko wiringiye Imana

1*Indirimbo y'amazamuko.*

Nubuye amaso ari wowe ndangamiye, wowe uganje mu ijuru.

2Nk'uko abagaragu bahanga amaso ibiganza bya shebuja, nk'uko umuja adakura amaso ku kiganza cya nyirabuja, ni na ko natwe amaso twayahanze Uhoraho Imana yacu, dutegereje ko ari butugirire impuhwe.

3Tugirire impuhwe, Uhoraho, tugirire impuhwe, kuko twahagijwe agashinyaguro!

4Tumaze guhazwa agasuzuguro k'abirasi n'agashinyaguro k'abikuza.

## Zaburi 124

### Umuvugo ushimira Imana, imaze gukiza Israheli

1*Indirimbo y'amazamuko. Iri mu zo bitirira Dawudi.*

Iyo Uhoraho atadutabara — ngaho Israheli nibyivugire —

2iyo Uhoraho atadutabara, igihe abantu bari baduhagurukiye,

3baba baratumize bunguri mu mugurumano w'uburakari bwabo.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Ubwo ngubwo amazi aba yaraturenzeho, umugezi uhurura uba waraduhitanye;

5ubwo ngubwo amazi asuma, aba yaraturenze hejuru!

6Arakarama Uhoraho, we utatugabije amenyo yabo!

7Twararusimbutse nk'inyoni ivuye mu mutego w'umuhigi; umutego waracitse, turarusimbuka!

8Ubuvunyi bwacu buba muri Uhoraho nyirizina, we waremye ijuru n'isi.

## Zaburi 125

### Imana irengera abayiringira

1*Indirimbo y'amazamuko.*

Abiringira Uhoraho, bameze nk'umusozi wa Siyoni: ntuhungabana, uhoraho iteka.

2Uko Yeruzalemu ikikijwe n'imisozi impande zose, ni ko Uhoraho abumbatiye umuryango we, kuva ubu n'iteka ryose.

3Nta na rimwe abategetsi b'abagiranabi bazigabiza umugabane w'intungane, ngo intungane na zo zibe zararikira ubukozi bw'ibibi.

4Uhoraho, abeza ubagirire neza, kimwe n'abafite umutima ugororotse.

5Naho abakurikiye inzira zigoramanze, Uhoraho urabigizeyo, kimwe n'abateza abandi ibyago! Amahoro arakaba kuri Israheli!

## Zaburi 126

### Ibyishimo n'amizero by'abari barajyanywe bunyago

1*Indirimbo y'amazamuko.*

Igihe Uhoraho agaruye i Siyoni abari barajyanywe bunyago, twabanje kugira ngo turi mu nzozi!

2Ubwo umunwa wacu wuzura ibitwenge, n'ururimi rwacu rutera indirimbo z'ibyishimo. Nuko mu mahanga bakavuga bati «Uhoraho yabakoreye ibintu by'agatangaza!»

3Koko Uhoraho yadukoreye ibintu by'agatangaza, ni yo mpamvu twasazwe n'ibyishimo!

4Uhoraho, cyura amahoro abacu bajyanywe bunyago, ubazane nk'isumo y'amazi atembera mu butayu.

5Ni koko, umuhinzi ubibana amarira, asarurana ibyishimo.

6Uko agiye, agenda arira, yitwaje ikibibiro cy'imbuto; yagaruka, akaza yishimye,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

yikoreye imiba y'umusaruro.

## Zaburi 127

### Uhoraho ni we soko y'ibyiza byose

1*Indirimbo y'amazamuko. Iri mu zo bitirira Salomoni.*

Niba Uhoraho atari we wubatse inzu, ba nyir'ukuyubaka baba bagokera ubusa. Niba Uhoraho atari we urinze umugi, abanyezamu bawo baba bagokera ubusa.

2N'aho mwabyuka mu gitondo cya kare kare, n'aho mwaryama mukesheje, mukanahirimbana mushaka ibibatunga, na bwo mwaba mugokera ubusa; ibyo byose Uhoraho abiha umukunzi we wisinziriye!

3Ni ukuri koko, abana umuntu abyaye ni ingabire y'Uhoraho, abuzukuru n'abuzukuruza ni ingororano imuturukaho.

4Abana umuntu abyariye mu busore, bameze nk'imyambi mu ntoki z'uri ku rugamba.

5Hahirwa umuntu wayujuje mu mutana we! Nta bwo azaheranwa n'abanzi be, igihe azaba akotana na bo ku irembo ry'umugi.

## Zaburi 128

### Umuyoboke w'Imana ayigabanaho umugisha

1*Indirimbo y'amazamuko.*

Hahirwa umuntu wese utinya Uhoraho, agakurikira inzira ze!

2Uzatungwa n'ibivuye mu maboko yawe, uzahirwe kandi byose bigutunganire.

3Umugore wawe azamera nk'umuzabibu, warumbukiye mu nzu yawe; abana bawe bazamera nk'ingemwe z'imitini, zikikije ameza yawe.

4Nguko uko ahabwa umugisha, umuntu utinya Uhoraho.

5Uhoraho araguhere umugisha i Siyoni, unagirire amahirwe muri Yeruzalemu, iminsi yose y'ubugingo bwawe,

6maze uzabone abana b'abana bawe! Amahoro arakaba kuri Israheli!

## Zaburi 129

### Uhoraho arwanya abanzi ba Israheli

1*Indirimbo y'amazamuko.*

Barandwanyije kuva mu buto bwanjye, — ngaho Israheli nibyivugire!—

2barandwanyije kuva mu buto bwanjye, ariko ntibashoboye kuntsinda.

3Umugongo wanjye bawuciyeho imihora, boshye abahinga umurima.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Ariko Uhoraho ntarenganya, yacagaguye ingoyi abagome bambohesheje.

5Nibakorwe n'isoni abanga Siyoni bose, maze bihinde basubira inyuma!

6Nibahinduke nk'ibyatsi bimera ku nzu, byo byumirana batarabirandura!

7Ni byo umusaruzi atuzuza mu biganza bye, n'ubihambira ntabikuremo umuba.

8Abahisi ntibakababwire bati «Nimugire umugisha w'Uhoraho, tubasabiye umugisha
mu izina ry'Uhoraho.»

## Zaburi 130

### Gusaba imbabazi z'ibyaha

1*Indirimbo y'amazamuko.*

Uhoraho, ndagutakambira ngeze kure,

2Uhoraho, umva ijwi ryanjye. Utege amatwi ijwi ry'amaganya yanjye!

3Uhoraho, uramutse witaye ku byaha byacu, Nyagasani, ni nde warokoka?

4Ariko rero usanganywe imbabazi, kugira ngo baguhoranire icyubahiro.

5Nizeye Uhoraho n'umutima wanjye wose, nizeye ijambo rye.

6Umutima wanjye urarikiye Uhoraho kurusha uko umurariririzi ategereza umuseke,
rwose kurusha uko umurariririzi ategereza umuseke.

7Israheli niyizere Uhoraho, kuko ahorana imbabazi, akagira ubuntu butagira
urugero.

8Ni we uzakiza Israheli ibicumuro byayo byose.

## Zaburi 131

### Kwiyoroshya nk'ibitambambuga

1*Indirimbo y'amazamuko. Iri mu zo bitirira Dawudi.*

Uhoraho, umutima wanjye nta cyo wakwiratana, n'amaso yanjye nta cyo arangamiye; nta bwo ndarikiye ubukuru, cyangwa ibintu by'agatangaza bindenze.

2Ahubwo umutima wanjye uratuje, kandi uriyoroheje, nk'umwana w'igitambambuga
mu gituza cya nyina!

3Israheli, wiringire Uhoraho, kuva ubu n'iteka ryose!

## Zaburi 132

### Indirimbo mu birori byo kwimura Ubushyinguro butagatifu

1*Indirimbo y'amazamuko.*

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Uhoraho, ibuka Dawudi, n'ubuyoboke bwe bwose,

2we warahiriye Uhoraho, agasezeranya Nyir'Ububasha wa Yakobo,

3ati «Nta bwo nzinjira mu ihema ryanjye, ngo ndambarare ku buriri bwanjye,

4ngo amaso yanjye ahumirize, n'ingohe zanjye zitore agatotsi,

5ntarabonera Uhoraho ikibanza, ntarabonera Nyir'ububasha wa Yakobo aho atura!»

6Twari twumvise ko buba i Efurata twabusanze mu mataba y'i Yahari!

7Nimuhogi twinjire aho atuye, dupfukame imbere y'umusego w'ibirenge bye!

8Haguruka, Uhoraho, uze mu buruhukiro bwawe, wowe, n'Ubushyinguro bw'ububasha bwawe!

9Abaherezabitambo bawe nibambare ubutungane, maze abayoboke bawe bavuze impundu.

10Girira umugaragu wawe Dawudi, woye gutererana umwami wisigiye amavuta.

11Uhoraho yarahiye Dawudi, ni indahiro atazivuguruzaho, ati «Nzitoranyiriza umwe mu bahungu bawe, nzamugire umwami uzakuzungura!

12Abahungu bawe nibakomeza isezerano twagiranye, n'amatangazo nabamenyesheje, abahungu babo na bo bazicara ku ntebe yawe y'ubwami ubuziraherezo.»

13Kuko Uhoraho yihitiyemo Siyoni, ashaka ko imubera ingoro,

14ati «Ni yo buruhukiro bwanjye iteka ryose, ni ho nzatura kuko nabyifuje!

15Nzayiha umugisha, nyigwizemo ibiyitunga, abakene bayo mbahaze umugati;

16abaherezabitambo bayo mbasesureho umukiro, n'abayoboke bayo bazavuze impundu.

17Ni ho nzaturutsa inkomoko ya Dawudi, nzahakomeze urumuri rw'intore yanjye.

18Abanzi be nzabakoza ikimwaro, maze ikamba rye rizamubengeranireho.»

## Zaburi 133

### Amahirwe yo kubana kivandimwe

1*Indirimbo y'amazamuko. Iri mu zo bitirira Dawudi.*

Mbega ngo biraba byiza, bikananyura umutima, kwibumbira hamwe, turi abavandimwe!

2Bimeze nk'amavuta y'umubavu asutswe mu mutwe, agasesekara mu bwanwa, mu bwanwa bwa Aroni, maze akamanukira ku ncunda z'umwambaro we.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Bimeze nk'ikime cyo ku musozi wa Herimoni, kisesa mu bitwa bya Siyoni! Aho nyine ni ho Uhoraho yagishishirije imigisha, hamwe n'ubugingo ingoma ibihumbi.

## Zaburi 134

### Mwese, nimusingize Uhoraho

1*Indirimbo y'amazamuko.*

Cyo nimusingize Uhoraho, mwese abagaragu b'Uhoraho, bahora mu Ngoro y'Uhoraho, mu bikari by'Inzu y'Imana yacu.

2Nimukeshe amajoro mwerekeje amaboko ku Ngoro ntagatifu, maze musingize Uhoraho.

3Uhoraho, naguhere umugisha kuri Siyoni, we waremye ijuru n'isi!

## Zaburi 135

### Igisingizo cy'Uhoraho Umwami wa byose

1Alleluya! Nimusingize izina ry'Uhoraho, nimumusingize, bagaragu b'Uhoraho,

2mwebwe abahora mu Ngoro y'Uhoraho, mu bikari by'Inzu y'Imana yacu.

3Nimusingize Uhoraho, kuko ari umunyampuhwe, nimuririmbe izina rye, kuko ari umugwaneza.

4Koko Uhoraho yihitiyemo Yakobo, Israheli ayigira inyarurembo ye.

5Jyewe nzi neza ko Uhoraho ari igihangange, ko Umutegetsi wacu asumba ibigirwamana byose.

6Icyo Uhoraho ashatse cyose, aragikora, ari mu ijuru, ari no mu nsi, ari mu nyanja, ari n'ikuzimu..

7Atumburutsa ibicu abivanye iyo gihera, akarekura imirabyo imvura ikagwa, akabyutsa imiyaga mu ndiri yayo.

8Ni we warimbuye ibyavutse uburiza mu Misiri, ari ubw'abantu, ari n'ubw'amatungo.

9Yohereje ibimenyetso n'ibitangaza, iwawe mu Misiri nyir'izina, arwanya Farawo n'abagaragu be bose.

10Ni we watsinze amahanga menshi, yica n'abami b'ibihangange,

11barimo Sihoni, umwami w'Abahemori, na Ogi, umwami wa Bashani, n'ingoma zose za Kanahani;

12nuko igihugu cyabo agitangaho umunani, umunani yageneye Israheli, umuryango we.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Uhoraho, izina ryawe rizavugwa iteka, uzahora wibukwa n'imbyaro zose,

14kuko Uhoraho arenganura umuryango we, akagirira impuhwe abagaragu be.

15Ibigirwamana by'amahanga ni feza na zahabu, ni ibintu byabumbwe n'intoki za muntu.

16Bifite umunwa, ariko ntibivuge, bikagira amaso, ariko ntibibone;

17bifite amatwi, ariko ntibyumve, nta mwuka na busa ubiva mu kanwa!

18Ababikoze barakamera nka byo, kimwe n'ababyiringira bose!

19Mwebwe abo mu nzu ya Israheli, nimusingize Uhoraho, mwebwe abakomoka kuri Aroni, nimusingize Uhoraho,

20mwebwe abo mu bwoko bwa Levi, nimusingize Uhoraho, mwebwe abatinya Uhoraho, nimusingize Uhoraho!

21Uhereye i Siyoni nihasingizwe Uhoraho, we uganje muri Yeruzalemu!

## Zaburi 136

1Alleluya!

### Ibisingizo byo gushimira Uhoraho

**N**imushimire Uhoraho, kuko ari umugwaneza, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka.

2Nimushimire Imana isumba izindi zose, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka.

3Nimushimire Umutegetsi w'abategetsi, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka.

4Ni we wenyine wakoze ibintu by'agatangaza, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka,

5arema ijuru abigiranye ubuhanga, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka,

6akomeza ubutaka hejuru y'amazi, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka.

7Ni we wahanze imuri nini, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka,

8arema izuba ngo rigenge amanywa, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka,

9arema ukwezi n'inyenyeri ngo bigenge ijoro, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka.

10Ni we washegeshe Misiri yica uburiza bwayo, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka,

11maze ahavana Abayisraheli, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka,

12abigiranye ububasha n'ukuboko kureze, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka.

13Ni we wasatuyemo kabiri inyanja y'Urufunzo, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka,

14maze ayinyuzamo Abayisraheli, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka,

15ayirohamo Farawo n'ingabo ze, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16Nuko yiyoborera umuryango we mu butayu, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka,

17abatsindira abami bakomeye cyane, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka,

18arimbura abami b'ibihangange, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka,

19barimo Sihoni, umwami w'Abahemori, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka,

20na Ogi, umwami wa Bashani, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka.

21Maze ibihugu byabo abibahaho umunani, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka,

22umunani yageneye Israheli, umuyoboke we, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka.

23Ni we watwibutse igihe twari ducishijwe bugufi, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka,

24maze atugobotora abanzi bacu, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka.

25Ibiremwa byose abiha ikibitunga, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka.

26Nimushimire Imana iganje mu ijuru, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka!

## Zaburi 137

### Amaganya y'uwajyanywe bunyago mu mahanga kure y'Ingoroy'Uhoraho

1Ku nkombe z'inzuzi z'i Babiloni, ni ho twicaraga, maze tukarira iyo twibukaga Siyoni.

2Mu mashami y'imizibaziba yaho, ni ho twamanikaga inanga zacu.

3Ni bwo abari baratwigaruriye badusabaga kubaririmbira, n'abatwicishaga agahato,
bakatwinginga ngo tubabyinire, bagira bati «Nimuturirimbire akaririmbo k'i Siyoni.»

4Twaririmba dute indirimbo y'Uhoraho mu gihugu cy'amahanga?

5Yeruzalemu, ningira ubwo nkwibagirwa, indyo yanjye izumirane!

6Ururimi rwanjye ruzumire mu gisenge cy'akanwa, niba ndetse kukuzirikana, niba ntagize Yeruzalemu imena mu binshimisha!

7Uhoraho, urajye wibuka abahungu ba Edomu, ku munsi wa Yeruzalemu, bo bavugaga ngo «Nimuyirandurane n'imizi n'imiganda!»

8Yewe, mwari wa Babiloni, wayogoje ibihugu, hahirwa uzakwihimura ibyago waduteye!

9Hahirwa uzasumira ibitambambuga byawe, maze akabihondagura ku rutare!

## Zaburi 138

### Gushimira Uhoraho ibyiza atugirira

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1*Iri mu zo bitirira Dawudi.*

Uhoraho, ndakogeza n'umutima wanjye wose, ndakuririmbira imbere y'ab'ijuru bose.

2Mpfukamye nerekeye Ingoro yawe ntagatifu, maze nkogeza izina ryawe, kubera impuhwe zawe n'ubudahemuka bwawe, kuko warangije amasezerano yawe, bigatuma ubwamamare bwawe burushaho kugaragara.

3Umunsi nagutakiye, waranyumvise, maze urampumuriza, unyongerera imbaraga.

4Uhoraho, abami bo ku isi bose bazagusingiza, kuko bumvise amasezerano wivugiye.

5Bazarata inzira z'Uhoraho, bavuga bati «Koko ikuzo ry'Uhoraho ntirigira urugero!

6N'ubwo Uhoraho akomeye bwose, ntabura kwita ku baciye bugufi, naho abirasi akabamenyera kure!»

7N'aho naba mu makuba y'urudubi, urangoboka ukambeshaho; ukubitagura abanzi banjye, maze indyo yawe igatuma mbatsinda.

8Uhoraho azankorera byose! Uhoraho, impuhwe zawe zihoraho ubuziraherezo, ntuzatererane uwo waremesheje ibiganza byawe!

## Zaburi 139

### Uhoraho aba hose kandi akamenya byose

1*Igenewe umuririmbisha. Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

Uhoraho, undeba mu nkebe z'umutima, ukamenya wese;

2iyo nicaye n'iyo mpagaze, byose uba ubizi, imigambi yanjye uyimenya mbere y'igihe;

3iyo ngenda n'iyo ndyamye, byose uba ubiruzi neza, mu migenzereze yanjye yose nta na kimwe kigusoba.

4Ijambo riba ritarangera ku rurimi, woweho, Uhoraho, ukaba warimenye kare ryose.

5Ari imbere, ari n'inyuma yanjye, hose uba uhari, maze ukantwikiriza ikiganza cyawe.

6Bene ubwo bumenyi bumbera urujijo bukandenga; burajimije by'ihabu ku buryo ntabasha kubushyikira.

7Najya hehe kure y'uruhanga rwawe? Nahungira hehe kure y'amaso yawe?

8N'aho nazamuka ku ijuru, uba uhari! N'aho narigita nkaryama ikuzimu, uba uhari!

9N'aho namera amababa nk'ay'umuseke weya, maze nkajya kwiturira ku mpera y'inyanja,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10n’aho ngaho ukuboko kwawe ni ko kuhanjyana, indyo yawe ntigire ubwo indekura.

11Wenda nava aho nibwira nti «Nibura umwijima wo uzantwikira, maze amanywa
ahinduke nk’ijoro rinkikije!»

12Nyamara kuri wowe, n’ahatabona ntihakubera umwijima, n’ijoro ubwaryo
rirabonesha, uboshye amanywa.

13Ni wowe waremye ingingo zanjye, umbumbabumbira mu nda ya mama.

14Ndagushimira ko wandemye ku buryo buhimbye, ibikorwa byawe biratangaje:
umutima wanjye urabizi neza rwose.

15Amagufwa yanjye ntiyakwikinze, igihe naremerwaga mu ibanga, nkaremwaremwa
mu nda ya mama.

16Nkiri n’urusoro, amaso yawe yarambonaga; iminsi wangeneye yose yari isanzwe
yanditse mu gitabo cyawe, na mbere yuko umwe muri yo utangira kubaho.

17Mana yanjye, mbega ngo ibitekerezo byawe birandenga, n’umubare wabyo
ukambera urujijo!

18Iyo niyumije ngo ndabibarura, nsanga biruta umusenyi ubwinshi; nakeka ko
mbirangije, ngasanga ukindenze!

19Mbe Mana, wakuyeho umugiranabi, n’abamena amaraso bakigira kure yanjye!

20Dore abanzi bawe bitwaje izina ryawe bagamije kubeshya, bakarivuga bagambiriye
kugira nabi.

21Uhoraho, nabura nte kwanga abakwanga? Nabura nte kuzinukwa abakurwanya?

22Dore mbanga urunuka, babaye abanzi banjye bwite.

23Mana yanjye, ngenzura ugeze mu nkebe z’umutima wanjye; nsuzuma, maze
umenye ibyo mpirimbanira.

24Urebe niba ntari mu nzira mbi, maze ungarure mu nzira wigishije kuva kera!

## Zaburi 140

### Gusaba Uhoraho ngo aturinde abanzi n’abanyarugomo

1*Igenewe umuririmbisha. Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

2Uhoraho, nkiza umuntu w’umugiranabi, undinde n’abanyarugomo,

3ba bandi bahora bazirikana kugira nabi,buri munsi bagasembura intambara;

4bagatyaza ururimi rwabo nk’urw’inzoka,bagahora bajunditse mu kanwa ubumara
nk’ubw’impiri. *(guceceka akanya gato)*

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Uhoraho,ntutume ngwa mu maboko y'umugiranabi,undinde n'abanyarugomo,ba bandi bahora bazirikana icyangusha.

6Abirasi banteze umutego ngo bamfatiremo,babohanyije imigozi barayishandika,maze ku nzira nyuramo bahaca ibico. *(guceceka akanya gato)*

7Nuko mbwira Uhoraho, nti «Ni wowe Imana yanjye! Uhoraho, tega amatwi, wumve ijwi ryanjye rigutakambira!»

8Nyagasani Mana yanjye, wowe mbaraga nkesha agakiza kose, urarinde umutwe wanjye ku munsi w'intambara.

9Uhoraho,ntuzemerere umugiranabi icyo yifuza,ntuzareke imigambi ye imushobokera,naho ubundi yakwishyira hejuru. *(guceceka akanya)*

10Abantangatanze hose bamvuga nabi, iyo nabi irakabahama!

11Barakanyagirwa n'amakara yaka, barohwe mu muriro, mu nyenga batazashobora kuvamo!

12Abanyakarimi kabi ntibakabeho mu gihugu; umuntu w'umunyarugomo n'umugiranabi, ibyago birakamujujubya ubudahwema.

13Nzi ko Uhoraho azarenganura abanyakababaro, akazarengera abakene.

14Nuko intungane zizogeze izina ryawe, abantu b'intagorama bature imbere yawe.

## Zaburi 141

### Gusaba Uhoraho ngo aturinde ikibi cyose

1*Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

Uhoraho, ndagutabaza, tebuka umbe hafi! Jya utega amatwi ijwi ryanjye igihe ngutakiye.

2Isengesho ryanjye niribe nk'ububani bucumbekera imbere yawe, n'amaboko ndambuye abe nk'ituro rya nimugoroba.

3Uhoraho, genzura irembo ry'ururimi rwanjye, ushyire umurinzi ku munwa wanjye.

4Ntureke umutima wanjye utwarwa n'ikibi, ngo nohoke mu bikorwa by'ubugiranabi, mfatanyije n'abantu b'abagome; sinzasogongere na busa ku byo bakunda.

5Intungane inkubise impana, byo nabyemera: biba ari ukungirira neza! Naho amavuta y'abagiranabi, ntakangere ku mutwe bibaho, ahubwo isengesho ryanjye rihore rirwanya ubugome bwabo!

6Abatware babo bazahananturirwa mu manga, ni bwo bazumva ko amagambo yanjye yari aboneye.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7Nk'uko barima ubutaka, bakabutengura, ni ko amagufwa yabo azanyanyagira mu marembo y'ikuzimu.

8Nyagasani Mana yacu, ni wowe mpanze amaso, ni wowe mpungiraho, urandinde gupfa!

9Undinde imitego banshandikiye, undinde n'imishibuka y'inkozi z'ibibi;

10abo bagiranabi abe ari bo bagwa mu mitego mitindi, naho jye nyice iruhande nikomereze.

## Zaburi 142

### Isengesho ry'umuntu utotezwa

1*Ni inyigisho iri mu zo bitirira Dawudi, ikaba n'isengesho yaba yaravuze igihe yari yihishe mu buvumo.*

2Ndanguruye ijwi ntabaza Uhoraho, ndanguruye ijwi ntakambira Uhoraho.

3Ndamutekerereza akababaro kanjye, ndamurondorera akaga ndimo.

4Igihe ntakigira icyo nshoboye, ni wowe umenya aho ngana; mu nzira ngendamo bahanteze umutego.

5Reba iburyo, witegereze: nta muntu n'umwe ukimenya! Sinkigira amahungiro, nta n'umwe ukinyitayeho!

6Ndagutakiye, Uhoraho, mvuga nti «Ni wowe bwikingo bwanjye, ni wowe mugabane wanjye ku isi y'abazima!»

7Wite ku miborogo yanjye, kuko ndi inkeho! Nkiza abantoteza, kuko bandusha amaboko.

8Nkura mu buroko, kugira ngo namamaze izina ryawe; maze intungane zizankikize, kuko uzaba wangiriye neza.

## Zaburi 143

### Isengesho risaba gutsinda abanzi

1*Ni zaburi iri mu zo bitirira Dawudi.*

Uhoraho, umva isengesho ryanjye, tega amatwi amaganya yanjye, maze unsubize ukurikije ubudahemuka n'ubutungane byawe!

2Ntushyire umuyoboke wawe mu rubanza, kuko imbere yawe nta n'umwe waba umwere.

3Hari umwanzi unyibasiye, ubugingo bwanjye arabukunenga hasi, dore aranyohera mu mwijima, mu bapfuye bo mu gihe cya kera.

4Sinkigira akuka, umutima wanjye wahahamutse.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Ndibuka iminsi yo hambere, nkazirikana ibyo wakoze byose, ngatekereza ibikorwa by'amaboko yawe,

6maze nkarambura ibiganza mbikwerekejeho:kuko imbere yawe meze nk'ubutaka bwumiranye. *(guceceka akanya gato)*

7Gira unsubize, Uhoraho, dore nta cyo nkishoboreye! Ntumpishe uruhanga rwawe, naho ubundi namera nk'abamanurirwa mu mva.

8Ngaragariza impuhwe zawe kuva mu gitondo, kuko ari wowe niringiye. Menyesha inzira ngomba kunyura, dore ni wowe ndangamiye.

9Uhoraho, nkiza abanzi banjye, dore ni wowe nashatseho ubuhungiro.

10Nyigisha kujya nkora icyo ushaka, kuko ari wowe Mana yanjye. Umwuka wawe mwiza, unjyane ahantu hategamye.

11Uhoraho, uzagirira izina ryawe umbesheho; uzagirira ubutungane bwawe umvane mu kaga ndimo;

12uzagirira impuhwe zawe urimbure abanzi banjye, kandi utsembe abanyibasiye bose, kuko ndi umuyoboke wawe.

## Zaburi 144

### Imana ni yo iha abayo gutsinda no kugira amahoro

1*Iri mu zo bitirira Dawudi.*

Nihasingizwe Uhoraho, rutare rwanjye, we utoza amaboko yanjye ibyo kurwana, n'intoki zanjye ibyo kurema urugamba.

2Ni we mbaraga zanjye, n'ubuhungiro bwanjye, ibirindiro byanjye n'umukiza wanjye; ni we ngabo inkingira, nkihugika iruhande rwe; ni na we ucogoza amahanga ngo nyategeke.

3Uhoraho, umuntu ni iki ngo abe yagushishikaza? Mwene muntu ni iki ngo ube wamwitaho?

4Umuntu ameze nk'umwuka uhumekwa rimwe, n'iminsi ye ikamera nk'igicucu gihita.

5Uhoraho, bogeka ijuru umanuke; kora ku misozi, icumbe umwotsi!

6Ohereza imirabyo, utatanye abanzi; rasa imyambi yawe ubakwize imishwaro.

7Ramburira ukuboko kwawe mu ijuru, maze undohore mu mazi magari, unkize amaboko y'abanyamahanga,

8bo bafite umunwa uvuga ibinyoma gusa, n'ukuboko kwabo kw'indyo kukavuguruza indahiro yabo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Mana yanjye, nzakuririmbira indirimbo nshya, ngucurangire inanga y'imirya cumi,

10wowe uha abami kuganza, ugakiza Dawudi, umugaragu wawe.

11Urankize inkota kirimbuzi, umvane mu maboko y'abanyamahanga, bo bafite umunwa wo kuvuga ibinyoma gusa, n'imvugo yabo ntijyane n'ibikorwa.

12Abahungu bacu barabe nk'ingemwe, zakuze neza kuva zikiri nto. Abakobwa bacu barabe beza, nk'inkingi zitakishijwe Ingoro.

13Ibigega byacu birakuzura no hejuru, bisesekare imbuto z'amoko yose. Intama zacu zizororoke incuro ibihumbi, zibe uduhumbagiza mu bikingi byacu.

14Inka zacu zirakagwira, nta cyuho, nta bushimusi, nta n'induru ikivugwa iwacu.

15Hahirwa umuryango wifitiye ibyo byose, hahirwa umuryango Uhoraho abereye Imana!

## Zaburi 145

***Alefu***

**Ibisingizo by'Uhoraho, umwami wa byose**

1*Igisingizo, cyitiriwe Dawudi.*

Mana yanjye, mwami wanjye, nzakurata, nzasingiza izina ryawe iteka ryose.

***Beti***

2Buri munsi nzagusingiza, nogeze izina ryawe iteka ryose.

***Gimeli***

3Uhoraho ni igihangange, akaba rwose akwiriye gusingizwa; ubwamamare bwe ntibugereranywa.

***Daleti***

4Kuva mu gisekuru kugera mu kindi bazibukiranye ibyo wakoze, bamamaze ibigwi byawe.

***He***

5Nzajya ndondorera abandi ibitangaza byawe, mvuge ikuzo ryawe ry'urukerereza, rijyana n'ubwiza bwawe.

***Wawu***

6Bazajya bavuga ububasha bwawe, wagaragaje ukora ibintu bihambaye, nanjye mvuge ubuhangange bwawe.

***Zayini***

7Bazajya bahimbaza urwibutso rw'ibyiza byinshi wagiriye abantu, maze bahe amashyi n'impundu ubutungane bwawe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

***Heti***

8Uhoraho ni umunyampuhwe n'umunyaneza, atinda kurakara kandi akagira urugwiro.

***Teti***

9Uhoraho agirira bose ibambe, maze imbabazi ze zigasakara ku biremwa bye byose.

***Yodi***

10Uhoraho, ibiremwa byawe byose nibijye bigushima, abayoboke bawe bagusingize!

***Kafu***

11Bazarate ikuzo ry'ingoma yawe, batangaze ubushobozi bwawe,

***Lameki***

12bamenyeshe bene muntu ibigwi byawe, n'ikuzo ritamanzuye ry'ingoma yawe.

***Memu***

13Ingoma yawe ni ingoma ihoraho mu bihe byose, ubutegetsi bwawe buzaramba, uko ibisekuruza bigenda bisimburana.

***Nuni***

Uhoraho ni mutabeshya, akaba indahemuka mu byo akora byose.

***Sameki***

14Uhoraho aramira abagwa bose, abunamiranye akabaha kwemarara.

***Ayini***

15Bose ni wowe bahanga amaso bakwiringiye, maze ukabaha icyo barya igihe kigeze.

***Pe***

16Ubumbura ikiganza cyawe, maze ibinyabuzima byose ukabihaza icyo byifuza.

***Tsade***

17Uhoraho ni umunyabutungane mu nzira ze zose, akarangwa n'urukundo mu bikorwa bye byose.

***Kofu***

18Uhoraho aba hafi y'abamwiyambaza, hafi y'abamwiyambaza babikuye ku mutima.

***Reshi***

19Ibyo abamwubaha bashaka arabikora; baba bamutabaje, akabumva, akabagoboka.

***Shini***

20Uhoraho arinda abamukunda bose, ariko abagiranabi bose akazabarimbura.

***Tawu***

21Umunwa wanjye uzavuga ibisingizo by'Uhoraho, n'ikinyamubiri cyose kizarate

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

izina rye ritagatifu, iteka ryose rizira iherezo!

## Zaburi 146

### Uhoraho ni we muvunyi w'abatagira kivurira

1Alleluya! Mutima wanjye, singiza Uhoraho!

2Nzasingiza Uhoraho mu buzima bwanjye bwose, ncurangire Imana yanjye igihe cyose nzaba nkiriho.

3Ntimukiringire abantu bakomeye, ntimukizigire mwene muntu udashobora kubakiza.

4Umwuka we umara kumuvamo, agasubira mu gitaka yaturutsemo; kuva ubwo, imigambi yari afite ikayokana na we.

5Hahirwa uwo Imana ya Yakobo ibereye umuvunyi, maze akiringira gusa Uhoraho, Imana ye!

6We Muremyi w'ijuru n'isi, inyanja n'ibiyirimo byose, akaba mudahemuka iteka ryose,

7akarenganura abapfa akarengane, abashonji akabaha umugati. Uhoraho abohora imfungwa,

8Uhoraho ahumura amaso y'impumyi, Uhoraho agorora ingingo z'abahinamiranye, Uhoraho agakunda ab'intungane.

9Uhoraho arengera abavamahanga, agashyigikira impfubyi n'umupfakazi, ariko akayobagiza inzira z'ababi.

10Uhoraho ni nyir'ingoma ubuziraherezo, akaba Imana yawe, Siyoni, uko ibihe bigenda bisimburana iteka.

## Zaburi 147

### Umuvugo urata Imana ishobora byose

1Alleluya! Mbega ukuntu ari byiza kuririmba Imana yacu, ntibigire uko bisa kuyisingiza uko bikwiye!

2Uhoraho, we wubatse Yeruzalemu bundi bushya, azakorakoranya impabe za Israheli.

3Ni we ukiza abafite intimba ku mutima, maze akomora ibikomere byabo.

4Amenya kubarura inyenyeri zibaho, akazivuga zose mu mazina yazo.

5Umutegetsi wacu ni igihangange n'umunyamaboko, ubwenge bwe ntibugira urugero.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6Uhoraho ashyigikira ab'intamenyekana, naho abagome akabacisha bugufi.

7Nimuhanikire Uhoraho indirimbo imushimagiza, mucurangire Imana yacu umurya w'inanga,

8We utera ibicu kubudika ku ijuru, agategurira ubutaka imvura, akameza ubwatsi ku misozi n'ibimera bifitiye abantu akamaro;

9ateganyiriza amatungo ibiyatunga, n'ibyana by'icyiyone bigabuza.

10Imbaraga z'ifarasi si zo zimushimisha, n'impfundiko z'uwiruka si zo yitaho;

11uhubwo Uhoraho anyurwa n'abamwubaha, akanezerezwa n'abiringira impuhwe ze.

12Yeruzalemu, amamaza Uhoraho, Siyoni, singiza Imana yawe!

13Kuko yakajije ibihindizo by'amarembo yawe, agaha umugisha abana bawe bagutuyemo.

14Yasakaje amahoro mu bwatsi bwawe, aguhaza inkongote y'ingano zeze neza.

15Yohereza amategeko ye ku isi, ijambo rye rikihuta bitangaje.

16Anyanyagiza umurama w'urubura, ukagira ngo ni ibizingo by'ubwoya bw'intama, agasanzagiza ikime cy'inyababa, ukaba wagira ngo ni ivu.

17Urubura arujugunyanga nk'utuvungukira, ntihagire uwihanganira ubwo bukonje.

18Ubundi yabitegeka, bigahita bishonga, agahuhisha umuyaga we, amazi agatemba.

19Amenyesha bene Yakobo ijambo rye, agatangariza Israheli amategeko ye.

20Nta yandi mahanga yigeze agenzereza atyo, ngo ayamenyeshe amateka ye.

## Zaburi 148

### Ibiremwa byose nibisingize Uhoraho

1Alleluya! Nimusingirize Uhoraho mu ijuru, mumusingize mwebwe abatuye hejuru y'ibicu!

2Nimumusingize, bamalayika be mwese, namwe, ngabo ze mwese nimumusingize!

3Nimumusingize, zuba nawe kwezi, mumusingize, nyenyeri zose zakirana!

4Juru ryisumbuye ayandi, ngaho musingize, nawe mazi yo hejuru y'ikirere!

5Byose nibisingize izina ry'Uhoraho, we wategetse bigahita bibaho;

6yabishyize mu myanya bizahoramo iteka, abishingira amategeko atazigera akuka.

7Nimusingize Uhoraho, namwe biremwa byo ku isi: bisimba byo mu nyanja no mu


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bizenga,
8muriro n'amahindu, rubura n'ibihu, nawe muyaga w'inkubi usohoza ijambo rye.
9Nimumusingize misozi mwese n'utununga, namwe biti byera imbuto n'amasederi yose;
10nyamaswa z'ishyamba n'amatungo yo mu ngo, nyoni zo mu kirere n'ibikururuka hasi!
11Nimumusingize bami b'isi, hamwe n'amahanga yose, bikomangoma byo ku isi namwe bacamanza,
12basore namwe bakobwa b'inkumi, basaza namwe kandi rubyiruko!
13Bose nibasingize izina ry'Uhoraho, kuko ari ryo rihatse ayandi yose, n'ikuzo rye rigasumba ijuru n'isi.
14Ni we wateye ishema n'isheja umuryango we, bituma abayoboke be bamurata: ari bo Bayisraheli, imbaga y'ibyegera bye! Alleluya!

## Zaburi 149

### Indirimbo y'umutsindo

1Alleluya! Nimuririmbire Uhoraho indirimbo nshya, mumusingirize mu ikoraniro ry'abayoboke be.
2Israheli niyishimire Uwayiremye, abahungu b'i Siyoni bahimbazwe n'ibirori bakorera umwami wabo.
3Nibasingize izina rye bahamiriza, bamuvugirize ingoma n'inanga.
4Kuko Uhoraho ashimishwa n'umuryango we, ab'intamenyekana akabahaza umukiro.
5Abayoboke be nibahimbazwe no kumukuza, ndetse bavugirize impundu no ku mariri yabo;
6bakore mu gahogo barata Imana, ari na ko bafashe mu ntoki inkota y'amugi abiri;
7kugira ngo bihimure amahanga, bahanireho imiryango y'ahandi;
8abami bayo bababoheshe iminyururu, abanyacyubahiro bayo babate ku mapingu,
9maze babarangirizeho urubanza rwabaciriwe. Ngiryo ishema ry'abayoboke b'Imana! Alleluya!

## Zaburi 150

1Alleluya!

### Igisingizo cy'indunduro

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

**N**imusingirize Imana mu Ngoro yayo ntagatifu, muyisingirize aho itetse ijabiro!

2Nimuyisingirize ibigwi yagize, muyisingirize ubukuru bwayo butagira imbibi.

3Nimuyisingize muvuza akarumbeti, muyisingize mucuranga inanga n'iningiri.

4Nimuyisingize muvuza ingoma kandi muhamiriza, muyisingize mucuranga
ibinyamirya, muvuza n'imyirongi.

5Nimuyisingize muvuza ibyuma birangira, muyisingize muvuza ibyuma binihira
neza. Ibihumeka byose nibisingize Uhoraho! *Alleluya!*

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Imigani

## Imigani 1

1 Imigani ya Salomoni, mwene Dawudi, umwami wa Israheli.

2 Iyi migani igamije kwigisha ubuhanga n'ubumenyi, no gusobanura amagambo aboneye.

3 Igamije gutoza uburere nyakuri burangwa n'ubutabera, ubutungane n'umurava.

4 Ab'ibihubutsi ibaha kwitonda, abasore ikabaha kumenya no guhumuka.

6 Igamije kandi kungura ubwenge bwo gusobanukirwa n'imigani n'amarenga, ibiganiro by'abanyabuhanga hamwe n'inshoberamahanga zabo.

5 Umuhanga nayumva aziyungura ubumenyi, naho umunyabwenge abonereho uko ayobora abandi.

7 Gutinya Uhoraho ni ryo shingiro ry'ubumenyi, naho abasazi bahinyura ubuhanga n'uburere.

### AKAMARO K'UBUHANGA

#### Ni ngombwa kwirinda inama z'abagome

8 Mwana wanjye, ujye wumva inyigisho za so, kandi ntugahinyure icyo nyoko agutoza;

9 bizakubera nk'ikamba ry'ineza ku mutwe, cyangwa urunigi rwiza mu ijosi ryawe.

10 Mwana wanjye, abagome nibashaka kukoshya, uzange!

11 Bazagushuka bati «Ngwino tureme igico, tumene amaraso, umwere tumugwe gitumo nta mpamvu;

12 tuzamurigisa ari mutaraga nk'uzimiriye ikuzimu, agende wese nk'uwo bahambye!

13 Tuzaronka ibyiza by'amoko menshi, amazu yacu tuyuzuze iminyago.

14 Nawe uzagira uruhare rwawe, twese tuzasangire iryo yabo.»

15 Mwana wanjye, ntuzabakurikire, uzirinde guca mu mayira banyuzemo,

16 kuko bashingura intambwe bagamije ikibi, bakihutira kumena amaraso.

17 Ni byo, nta cyo bimaze gutega inyoni, kandi zose ziruzi umutego !

18 Ariko bo, barema ibico, nyamara amaraso bagambiriye kuzamena ni ayabo bwite kandi babe ari bo bafatirwa mu mutego wabo!

19 Nguko uko bigendekera umuntu wese urarikira iminyago: ageza n'aho yinyaga ubuzima bwe bwite.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Inama n'impanuro z'ubuhanga

20Ubuhanga buvugira ahagaragara, bugatera hejuru mu mayira yose;

21ijwi ryabwo rikarenga hejuru y'andi yose, rigahamagarira hafi y'imiryango
y'umugi, rigira riti

22«Yemwe, mwa bihubutsi mwe, muzaba ibicucu kugeza ryari? Abapfayongo
bazishimira guseka ubusa kugeza ryari? Naho se injiji zo zizanga ubwenge kugeza
ryari?

23Nimugarukire amabwiriza yanjye! Dore, ngiye kubasakazaho umwuka wanjye,
mbamenyeshe amagambo yanjye.

24Kubera ko nabahamagaye mukananira, nkabahereza ikiganza ntihagire n'umwe
ucyitaho,

25mukamaganira kure inama zanjye kandi mukanga amabwiriza yanjye,

26nanjye rero nzabashungera amakuba nabagwirira. Koko, nzabaseka igihe icyago
kizaba cyabugarije;

27cyabateye nk'inkubi y'umuyaga, amakuba yabayogoje nka serwakira, agahinda
n'ishavu bibashengura.

28Ubwo nyine bazampamagara, ariko sinzitaba; bazanshakashaka ariko
ntibazambona.

29Kubera ko banze kujijuka, ntibahitemo gutinya Uhoraho,

30bakanga inama zanjye, kandi bagasuzugura amabwiriza yanjye,

31ni cyo gituma bazarya imbuto z'ingeso zabo, bagahazwa n'imigambi yabo mibi.

32Ab'ibihubutsi bazira kutumva inama, kandi bakicwa no kwishongora.

33Ariko untega amatwi, agira amahoro, akaba mu ituze kure y'impungenge z'icyago.»

## Imigani 2

### Ubuhanga ni ubukungu bwihishe

1Mwana wanjye, uzumve amagambo yanjye kandi amategeko yanjye aguturemo.

2Uzatege ugutwi ubuhanga, umutima wawe wumve ukuri.

3Ni koko, niwitabaza ubwenge ukiyambaza ubushishozi,

4ukabushakashaka nka feza, ukabucukumbura nk'ubukungu,

5ni bwo uzasobanukirwa gutinya Uhoraho icyo ari cyo, kandi ubonereho kumenya
Imana,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6kuko Uhoraho ari we utanga ubuhanga, mu munwa we ni ho haturuka ubumenyi n'ukuri.

7Ab'indakemwa abafashisha inama ze, abanyamurava akababera nk'ingabo ibakingira;

8arinda abagenda mu nzira iboneye, akaragira abayoboke be.

9Ubwo rero, uzasobanukirwa n'ubutabera, ubutungane n'umurava; mbese uzamenya inzira zose zitanga amahirwe.

### Ubuhanga burinda ikibi

10Bityo rero, ubuhanga nibumara kugucengera mu mutima, n'ubumenyi bukagutera kunezerwa,

11ni bwo ubushishozi buzakurinda, n'ubwenge bukubere ubuhungiro.

12Bizakubuza icyerekezo kibi, bigutsindire umuntu wese ugenza amagambo y'ubugome,

13n'abataye inzira y'ubutungane bakaboneza iy'umwijima;

14bamwe nyine banyurwa no gukora ikibi, bagahimbazwa n'ubugome bwabo bukabije.

15Ni bo barangwa n'uburyarya, kandi bakanyura inzira ziziguye.

16Nugenza utyo, uzirinda umugore w'undi cyangwa se uw'umuvantara w'amagambo asize umunyu,

17wa wundi watereranye incuti ye yo mu busore kandi akibagirwa isezerano ry'Imana ye.

18Ni koko, inzu ye ihengamiye ku rupfu, naho inzira ze zigana mu nyenga.

19Umuntu wese ugiye iwe, ntaba akigarutse ukundi, nta n'ubwo agera mu nzira y'ubuzima.

20Naho wowe, uzanyure inzira z'ab'inyangamugayo, ukurikize imyifatire y'intungane.

21Ab'indakemwa bazatura mu gihugu, abanyamurava bakiganzemo;

22naho abagome bacyirukanwemo, abagambanyi na bo bagicibwemo.

## Imigani 3

### Kumenya no gutinya Uhoraho

1Mwana wanjye, ntuzibagirwe inyigisho zanjye, kandi umutima wawe ujye wizirika ku mategeko yanjye;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2bizakuviramo kuramba biguhe n'amahoro menshi.

3Ubupfura n'ubudahemuka uzabikomereho, ubyambare mu ijosi, ubyandike mu mutima wawe,

4kuko ari byo bizagutonesha ukagira ishya mu maso y'Imana n'ay'abantu.

5Uzizere Uhoraho n'umutima wawe wose, woye kwiringira ubwenge bwawe;

6mu migenzereze yawe yose, ujye umwibuka, na we azaringaniza inzira zawe.

7Ntuzibonemo ubuhanga, ahubwo uzatinye Uhoraho kandi wirinde ikibi,

8bizatuma umubiri wawe unoga, n'ingingo zawe zose zigororoke.

9Uzahimbaze Uhoraho mu byo utunze byose, umuture umuganura w'umusaruro wawe;

10bityo ibigega byawe bizuzura ingano, na divayi isendere urwengero rwawe.

11Mwana wanjye, ntugahinyure uburere Uhoraho agutoza, cyangwa ngo winubire amabwiriza ye,

12kuko Uhoraho acyaha uwo akunda nk'uko umubyeyi agenzereza umwana umwizihiza.

## Ubuhanga burusha agaciro zahabu

13Hahirwa uwageze ku buhanga, akaba yarungutse ubwenge,

14kuko uwo mutungo uruta feza, n'inyungu yabyo igasumba kure iya zahabu.

15Ubuhanga buruta amasaro y'igiciro, kandi nta n'ikindi bihwanye mu byo umuntu yakwifuza.

16Iburyo bwabwo hatanga kuramba, naho ibumoso hagatanga umukiro n'ikuzo!

17Inzira zabwo zuzuyemo ibyishimo kandi ziganjemo amahoro.

18Ni igiti cy'ubuzima ku babushyikiriye; hahirwa ababufite!

19Uhoraho yahangishije isi ubuhanga, akomeresha ijuru ubwenge.

20Ubuhanga bwe ni bwo bwatumye inyenga zifunguka, n'ibicu bikabyara urume.

## Uhoraho arinda umunyabuhanga

21Mwana wanjye, ubwitonzi n'ubushishozi ntukabikureho amaso, ahubwo uzabikurikirane,

22ubitungishe roho yawe, bibe umurimbo w'ijosi ryawe.

23Bityo rero, uzagenda mu nzira nta cyo wikanga, ikirenge cyawe cyoye gutsikira.

24Nujya kuryama nta kizaguhungabanya, uzasinzira mu mahoro.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

25Ntuzatinye icyago cy'impanuka cyangwa igitero cy'abagome,

26kuko Uhoraho azakwishingira, intambwe zawe akazirinda umutego.

### Gukunda mugenzi wawe

27Ntukirengagize kugirira neza ubikeneye kandi ubishoboye.

28Niba ufite icyo agusaba, ntukamubwire ngo «Genda uzagaruke ejo, ni ho nzaguha.»

29Ntukagambanire mugenzi wawe kandi ari we mwabanaga akwizeye.

30Ntihazagire uwo mutongana nta mpamvu, mu gihe nta kibi yagukoreye.

31Ntuzifuze kumera nk'umunyarugomo, cyangwa ngo ukurikire imwe mu nzira ze,

32kuko Uhoraho yanga abagome, agakunda ab'indakemwa.

33Uhoraho avuma inzu y'umugome, ariko agaha umugisha aho intungane zituye.

34Asuzugura abapfayongo, agatonesha abicisha bugufi.

35Abanyabuhanga bazagabirwa ikuzo, naho ibicucu bikorwe n'ikimwaro.

## Imigani 4

### Gushakashaka ubuhanga ni byo ntangiriro yabwo

1Bana, nimwumve inyigisho y'umubyeyi, mwihatire kumenya ubwenge icyo ari cyo.

2Ni koko, inyigisho nabahaye ni ingirakamaro: ntimuzarenge ku byo nabatoje.

3Nanjye, data namubereye umwana mwiza, naho mama yankundaga nk'umuhungu w'ikinege.

4Nuko data akanyigisha, agira ati «Umutima wawe ujye wibuka amagambo yanjye, ukurikize amabwiriza yanjye, maze bizakuviremo kubaho.

5Jya wunguka ubuhanga, wunguke ubwenge; ntukabyirengagize, ngo uce ukubiri n'amagambo yanjye.

6Ntuzatatire ubuhanga, buzakuragira; uzabukunde, buzakurinda.

7Ujye ushakashaka ubuhanga: ni byo ntangiriro yabwo. Ujye ushakashaka ubwenge wifashishije ibyo utunze byose!

8Uzabupfumbate, buzagukuza; nubuhobera buzaguhesha icyubahiro.

9Buzakwambika umutamirizo w'ineza ku mutwe, bukwambike ikamba ry'ikuzo.»

### Kwirinda inzira y'abagome

10Mwana wanjye, tega amatwi, wakire amagambo yanjye, bizaguha kuramba umare imyaka myinshi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11Nakuyoboye mu nzira y'ubuhanga, ngutoza inzira y'ukuri.

12Nta kizakubogamira mu rugendo rwawe, kandi niwiruka ntuzatsikira.

13Uzatsimbarare ku burere bwawe, ntuzabute, ahubwo uzabukomeze, kuko ari bwo
buzima bwawe!

14Ntuzakurikire inzira y'abagome, cyangwa ngo uce mu nzira y'abagizi ba nabi.

15Uzahirinde, ntuzahanyure! Uzabyihunze uboneze ahandi!

16Kuko bo batajya basinzira, batabanje gukora ikibi, ntibagoheka batagize uwo
bagusha.

17Koko rero umugati barya ni umwibano, na divayi banywa bayikesha urugomo.

18Inzira y'intungane yo, ni nk'umuseke ukebye ugatangaza kugeza ku manywa
y'ihangu;

19naho inzira y'abagome ni nk'umwijima, ntibaba bazi icyo bari butsikireho.

### Gutsimbarara ku myifatire myiza

20Mwana wanjye, witondere amagambo yanjye, utege amatwi ibyo nkubwiye!

21Ntibizakujye kure y'amaso, uzabibike mu mutima wawe,

22kuko ubizirikanye, bimubera ubugingo kandi bikamukomeza.

23Cyane cyane uzahore urinze umutima wawe, kuko ari wo ubuzima bushingiyeho.

24Uzamagane amagambo y'ubugome, ugendere kure imvugo isebanya.

25Jya ureba imbere yawe, ugende uromboreje inzira imwe.

26Shakira ibirenge byawe aho binyura, kandi inzira zawe zihore ziboneye.

27Ntukayobagurike hirya no hino, ibirenge byawe ujye ubihungisha ikibi.

## Imigani 5

### Kwirinda ubusambanyi

1Mwana wanjye, uritondere ubuhanga bwanjye, utege amatwi amabwiriza yanjye,

2kugira ngo ugumane ibitekerezo biboneye, n'imvugo yawe ihoremo ubumenyi.

3Ni koko, iminwa y'umugore w'indaya iba isize ubuki, n'amagambo ye aryohereye
kurusha amavuta.

4Ariko ibyo ntibimubuza gusharira nk'umuravumba, amaherezo ugasanga atyaye
nk'inkota ifite ubugi impande zombi.

5Ibirenge bye biramanuka bigana urupfu, intambwe ze zasatiriye inyenga.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6Aho kugira ngo ashake inzira igana ubuzima, arorongotana aho atazi.

7None rero, bana banjye, muntege amatwi, mwoye kwirengagiza amagambo yanjye.

8Uzagendere kure inzira ye, woye kwegera umuryango w'inzu ye,

9hato atazavaho aha icyubahiro cyawe abandi, n'ubuzima bwawe akabutegeza abanyarugomo;

10abavantara bagahazwa n'imitsi yawe, ibyo wagokeye bigatunga undi ,

11maze amaherezo wamara kuzongwa wese, ugacura imiborogo.

12Ubwo rero uzicuza, ugira uti «Byangendekeye bite kugira ngo nange guhanwa, umutima wanjye usuzugure inyigisho?

13Ni kuki ntumvise ijwi ry'abigisha banjye, nkanga gutega amatwi abanyoboraga?

14Habuze gato ngo mbonere akaga mu ikoraniro no mu muryango!»

### Kudahemukira umugore washatse

15Uzajye unywa amazi yo mu iriba ryawe, amazi ava mu isoko wicukuriye.

16Amasoko yawe ntakavuburire hanze, n'amariba yawe ngo asendere mu mayira.

17Uzayiharire wenyine, woye kuyasangira n'abanyamahanga.

18Isoko yawe nigire umugisha! Jya unezezwa n'umugore washatse mukiri bato;

19akubere nk'impara y'inkundwakazi, cyangwa isha iteye ubwuzu. Amabere ye azahore agushyushya, ntugahweme kunyurwa n'urukundo rwe.

20Mwana wanjye, ni kuki wararukira umugore w'undi, ugahobera umuvantara umusoma mu gituza?

21Ni koko, imigenzereze ya buri wese yiyerekana mu maso y'Uhoraho, agakurikirana inzira ze.

22Umugome azafatirwa mu mutego w'ubwicanyi bwe, ajishwe n'ingoyi y'icyaha cye.

23Azicwa no kutagira uburere, azire ubusazi bwe bwamurenze.

## Imigani 6

### Wihubuka ngo ugire uwo wishingira

1Mwana wanjye, niba warishingiye mugenzi wawe, hakaba hari n'undi mwagiranye amasezerano,

2niba rero waraguye mu mutego biturutse ku magambo y'akanwa kawe, n'imvugo yawe bwite ikaba ari yo ikuboshye,

3dore uko uzagenza, mwana wanjye, kugira ngo wigobotore. Kubera ko mugenzi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

wawe yakwigaruriye, genda umwinginge, umuguyaguye.

4Uramenye ntuzasinzire cyangwa ngo urushye ugoheka;

5ugomba kwibohora mu mutego, nk'uko isha cyangwa inyoni zigobotora iyo zatezwe.

### Urutozi ruzabere urugero umunebwe

6Wowe w'umunebwe, sanga urutozi! Uzitegereze imigenzereze yarwo, uzahungukira ubwenge.

7Nta we urugenzura, ntirugira umukoresha cyangwa umutware.

8Mu mpeshyi rwishakira ibizarutunga, naho ku mwero rugahunika ibiryo byarwo.

9Wowe w'umunebwe, uzaryamira kugeza ryari? Uzabaduka mu bitotsi byawe ryari?

10Uti «Henga nsinzire gato, ngoheke gato, nirambike gato, mbe nipfumbase!»

11Ngaha rero ubukene bwagutungura nk'igisambo, n'ubwinazi bukakugwa gitumo nk'igisumizi.

### Imyifatire y'umugome

12Umuntu w'imbunzamunwa aba ari ikiburaburyo n'inkozi y'ibibi!

13Agenda yica ijisho, akavugisha ibirenge, agaca amarenga akoresheje intoki.

14Ubutindi bumwarika ku mutima, agahorana imigambi y'ubugome, kandi aba ari gashozantambara.

15Ni yo mpamvu amakuba azamugwa gitumo, akenyagurike ibi bitagira urwungo.

### Icyo Uhoraho yanga

16Hari ibintu bitandatu Uhoraho yanga, hakaba na birindwibimutera ishozi. Ni ibi:

17amaso y'agasuzuguro, akarimi kabeshya, ibiganza bimena amaraso y'umwere,

18umutima wiga imigambi y'ubugome, intambwe zikatarije ikibi,

19uwo batanzeho umugabo, akemeza ibinyoma, n'uwigira gashozantambara mu bavandimwe.

### Kwirinda ubusambanyi

20Mwana wanjye, uzakurikize amategeko ya so, kandi woye guhinyura inyigisho za nyoko.

21Uzabikomeze ku mutima igihe cyose, kandi uhore ubyiziritse ku ijosi.

22Aho uzajya hose bizakuyobore, bibe hafi y'uburiri bwawe bikubikire, maze abe ari byo utekereza ukangutse.

23Koko rero, itegeko ni itara, naho inyigisho ikaba urumuri. Inama z'uburere bwiza

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ni inzira y'ubuzima,

24ni zo zizakurinda umugore w'inkozi y'ibibi, n'akarimi gasize umunyu k'umuvantara.

25Ntuzararikire uburanga bwe mu mutima wawe, kandi ntuzemere ko akwicira ijisho,

26kuko umugore w'indaya aba yishakira igisate cy'umugati, naho uwashyingiwe, iyo musambana, ashobora kukwicira ubuzima.

27Umuntu yakwirahuriraho umuriro ate, maze imyenda ye ntishye?

28Naho se uwagenda hejuru y'amakara agurumana, ibirenge bye byareka gushya bite?

29Nguko uko bigendekera ushigukira umugore wa mugenzi we: uzamujyaho wese, ntazamuvaho amahoro.

30Igisambo kibira ko gishonje, kugira ngo cyuzuze igifu cyacyo kirimo ubusa, ibyo ntikibigayirwa.

31Nyamara ariko iyo gifashwe, gisubiza ibyo cyibye incuro ndwi, kigatanga ibyo gifite mu nzu byose.

32Naho usambanya umugore w'undi aba ari umusazi; amukomoraho intandaro y'urupfu.

33Bimukururira inkoni n'ibitutsi, kandi ikimwaro cye ntigihanagurika.

34Koko rero, gufuha bizatera umugabo umujinya mwinshi, yoye kuzagira impuhwe mu gihe cyo kwihorera.

35Nta ndishyi ibaho azemera; nta yo azakira n'iyo wamuhongera ibya mirenge.

## Imigani 7

### Umugore w'indaya ashuka umusore

1Mwana wanjye, uzite ku magambo yanjye, amategeko yanjye uzayahamane.

2Amategeko yanjye ujye uyatunganya, bizakuviramo kubaho, inyigisho zanjye zikubere nk'imboni zo mu maso.

3Uzabihambire ku ntoki zawe, ubyandike mu mutima wawe, nk'aho ari ku kabaho.

4Uzabwire ubuhanga, uti «Uri mushiki wanjye!» naho ubwenge ubwite ngo «Mugenzi wanjye.»

5Ibyo bizakurinda umugore w'indaya n'umuvantara ufite amagambo aryohereye.

6Nahagaze mu idirishya, ndebera mu myenge yaryo,

7mbona kimwe muri bya bicucu; mu bahungu narabutswemo umusore utagira ubwenge.

8Yanyuraga mu nzira, hafi y'aho uwo mugore w'indaya yari atuye, nuko akaboneza agana iwe,

9haba ku mugoroba ku gicamunsi, haba mu gicuku mu ijoro rwagati.

10Noneho uwo mugore akamusanganira, yambaye nk'indaya, uburyarya bumwuzuye umutima.

11Aba yarubiye, nta rutangira, amaguru ye ahora yirukanka, ntajya aguma iwe.

12Nguwo mu mayira, nguwo mu isoko; aho ari hose, aba afite icyo yubikiye.

13Ubwo rero, aramusingira, akamusomagura, akamubwira nta soni, ati

14«Nagombaga gutura igitambo cyo gushimira Uhoraho, none uyu munsi narangije amasezerano yanjye.

15Ni yo mpamvu naje kugusanganira kugira ngo ngushake, none nakubonye.

16Uburiri bwanjye nabushasheho ibiringiti, imyenda y'amabara menshi, na hariri yo mu Misiri.

17Nabuminjagiyeho manemane, ishangi n'umusagavu.

18Ngwino twishimishe kugeza mu gitondo; tunezerwe hamwe mu rukundo!

19Umugabo wanjye ntari imuhira, yazindukiye ahantu kure;

20yitwaje isaho ya feza, azagaruka ukwezi gutaha kwazoye.»

21Ubwo nyine yifashisha iyo mvugo y'indyarya, akamwemeza, akamushukisha amagambo ye asize umunyu.

22Nuko wa musore akamwoma mu nyuma, nk'imfizi y'inka igiye mu ibagiro, cyangwa umusazi baboshye bakamujyana mu ihaniro kugeza ubwo umwambi umuhinguranije umwijima.

23Aba ameze nk'inyoni yirukankira umutego, ntamenye ko ari ubuzima bwe agiye koreka.

24None rero, bana, nimuntege amatwi, mwumve amagambo mbabwira.

25Umutima wawe ntuzigere uboneza muri ibyo birere, ngo uyobere muri ayo mayira.

26Koko rero, bene abo bagore bishe benshi, barabagusha, ndetse muri abo bishwe, harimo abanyembaraga!

27Inzu y'indaya ni inzira iboneza ikuzimu, imanuka igana mu masenga y'umwijima n'urupfu.


© 2012, Bible Society of Rwanda.

# Imigani 8

### Ubuhanga burahamagara abantu bundi bushya

1Mbese ubuhanga ntibutera hejuru ? Mbese ubwenge ntiburangurura ijwi
?

2Buhagarara mu mpinga ndende y'imisozi iruhande rw'umuhanda, bugahamagarira mu mayira abiri,

3hafi y'imiryango binjiriramo bajya mu mugi, bugira buti

4«Bantu mwese, ni mwe mpamagara! Ijwi ryanjye rirabwira bene muntu!

5Ab'ibicucu, nimumenye kwitonda; abapfayongo, mumenye ubwenge.

6Nimutege amatwi, ibyo mbabwira ni ingirakamaro, kandi iminwa yanjye ivuga ukuri.

7Ni koko, umunwa wanjye uvuga ukuri gusa, ubugome buwutera ishozi.

8Amagambo yanjye yose araboneye, ntarangwamo igitotsi cy'uburyarya n'ubugome.

9Uzi kumva wese asanga ari amanyakuri, kandi yorohera uwajijukiwe n'ubumenyi.

10Nimufate ibyo mbatoza, aho guharanira feza; muhitemo ubumenyi aho gushaka zahabu iyunguruye.»

11Koko rero, ubuhanga busumbye amasaro y'igiciro, kandi mu byo umuntu yifuza, nta na kimwe bihwanye.

### Ubuhanga burarondora icyo bumarira abantu na kamere yabwo

12Jyewe ubuhanga, indaro yanjye ni ubwitonzi, nkagira n'ubwenge bwo gushishoza.

13Kubaha Uhoraho, ni ukwanga ikibi. Nanga ubwirasi, agasuzuguro, imyifatire mibi n'umunwa wuzuye ubugome.

14Ndangwa n'inama n'ubushishozi, ndi ubwenge, mfite n'ububasha.

15Ni jye wimika abami, n'ibikomerezwa nkabiha guca amateka aboneye.

16Abategetsi ni jye bakesha gutwara, n'ibikomangoma nkabiha guca imanza zitabera.

17Jyewe nkunda abankunda, kandi abanshaka bose barambona.

18Iwanjye haba ubukire n'ikuzo, ubukungu budashira n'ubutabera.

19Imbuto yanjye iruta kure zahabu iyunguruye, kandi umusaruro wanjye usumbye kure feza y'igiciro.

20Ngendera mu nzira y'ubutabera, no mu nzira y'ubutungane,

21kugira ngo nkungahaze abankunda kandi ngo nuzuze ibigega byabo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22Uhoraho ni jye yahereyeho arema, mbanziriza ibindi yahanze byose.

23Nimitswe kuva kera na kare, kuva mu ntangiriro, mbere y'uko isi ibaho.

24Igihe amazi magari yari atarabaho, n'amasoko adudubiza atararemwa, jyewe nari
naravutse.

25Igihe imisozi n'utununga byari bitarashingwa, jyewe nari naravutse.

26Nariho mbere y'uko arema isi, hamwe n'ubutaka n'ibiyigize byose.

27Igihe yahangaga ijuru agaca uruziga rw'ikirere hejuru y'amazi magari, nari mpari.

28Igihe yakoranyaga ibicu byo mu kirere, n'amasoko yo mu nsi y'isi akuzura amazi,

29igihe yategekaga inyanja kutarenga inkombe yayo, akanatera imbago
z'urugabaniro rw'isi,

30ubwo nari iruhande rwe nk'umwana ukunzwe, ngahora mushimisha buri munsi,
simpweme kumukina imbere,

31no kwisanzura ku isi ye, kandi nezezwa no kuba mu bantu.

### Hahirwa umuntu utega amatwi ubuhanga

32None rero, bana banjye, muntege amatwi. Hahirwa abakurikira inzira zanjye!

33Nimwumve inyigisho, muce akenge, mwoye kuyirengagiza.

34Hahirwa umuntu untega amatwi, akaguma ku muryango wanjye, agahora ari maso
imbere y'inzu yanjye!

35Koko rero, uwambonye aba yabonye ubuzima, aba yaronse ubutoni kuri Uhoraho.

36Naho uncumuyeho aba yibabaje ubwe, abanyanga bose baba bakunda urupfu.»

## Imigani 9

### Abatumirwa b'ubuhanga

1Ubuhanga bwubatse inzu yabwo, burayinogereza buteramo inkingi ndwi,

2bubaga amatungo yabwo, butegura divayi, maze ndetse butunganya ameza.

3Bwohereje abaja babwo, na bwo bwigira mu mpinga z'umugi burangurura ijwi,
bugira buti

4«Ushaka kujijuka, nanyure hano!» Bubwira n'uw'igicucu, buti

5«Nimuze, murye ku mugati wanjye, munywe no kuri divayi nabateguriye.

6Nimureke ubupfayongo, muboneze inzira y'ubwenge maze muzabeho!»

### Umusekanyi n'umuhanga

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7Uhana umusekanyi agakurizaho kugusuzugura, wacyaha umugome bikagukururira ibitutsi.

8Ntuzahane uhora asekana, atazavaho akwanga; ariko nuhana umuhanga azagukundira icyo.

9Uzihere umuhanga azunguka kurushaho, niwigisha intungane iziyungura ku byo isanganywe.

10Kubaha Uhoraho, ni yo ntangiriro y'ubuhanga, bikaba n'ubumenyi buranga abatagatifujwe be.

11Koko rero, nzatuma ubaho igihe kirekire, kandi n'imyaka y'ubuzima bwawe iziyongera.

12Niba uri umuhanga, ni wowe wigirira neza, naho niba ukwenana, ni wowe wihemukira.

### Abatumirwa b'ubusazi

13Ubusazi ni umugore nyirabiruru, ni umupfayongo kandi ntabimenye!

14Yicaye mu muryango w'inzu ye, ku ntebe, mu mpinga y'umugi,

15akabiza abagenzi bigendera, agira ati

16«Ushaka kujijuka, nanyure hano!» Abwira n'uw'igicucu, ati

17«Amazi yahishwe araryoha, naho ibiryo byo mu mbere bikaryohera!»

18Ubwo ariko cya gicucu nticyamenya ko cyegereye abapfuye, kimwe n'abandi yahamagaye bakagana mu kibaya cy'ikuzimu.

## Imigani 10

### IMIGANI YA SALOMONI YEREKEYEIMIBEREHO Y'ABANTU

1Iyi migani ni iya Salomoni. Umwana witonda anezeza se, naho uw'igicucu agatera nyina agahinda.

2Umutungo w'umuhuguzanyo nta cyo umara, ariko ubutungane bukiza ingoyi y'urupfu.

3Uhoraho ntiyemera ko intungane yicwa n'inzara, ahubwo yamagana umururumba w'abagiranabi.

4Ukuboko k'umunebwe kuramukenesha, naho uk'umunyamwete kukamukiza.

5Uwizigamira mu mpeshyi aba ari umunyabwenge, naho usinzira imyaka yeze ni ikigoryi!

6Umugisha uranga umutwe w'intungane, naho umunwa w'abanyabyaha uba uhishe


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

urugomo.

7Intungane bahora bayibuka bakayirata, naho izina ry'abagiranabi rirazima.

8Umutima w'umunyabuhanga wemera amategeko, naho umuntu w'umunyamagambo aba yihiga.

9Ugendera mu budahemuka, agendana amahoro, naho ukurikiza inzira ziziguye, bazamutahura.

10Uwica ijisho atera guhangayika, naho ucyaha yeruye agatera amahoro.

11Umunwa w'intungane ni isoko y'ubuzima, naho uw'abagome uhisha urugomo.

12Urwango rukurura amahane, naho urukundo rukababarira ibicumuro byose.

13Iminwa y'umunyabwenge irangwa n'ubuhanga, naho umugongo w'igicucu ukavuzwa amahiri.

14Abanyabuhanga bahunika ubwenge; naho akanwa k'umusazi, ni rwo rupfu rumwugarije!

15Umutungo w'umukungu ni umurwa we ukomeye, igihe rubanda bicwa n'ubukene bwabo.

16Igihembo cy'intungane ni cyo kiyibeshaho, naho inyungu y'umugome ikamubyarira icyaha.

17Ukurikiza inama nziza aba ari mu nzira y'ubuzima, ariko uwanga kuburirwa arayoba.

18Ushaka kubundikira urwango rwe avugana uburyarya, kandi utinyuka gusebanya ni umusazi.

19Aho basukagura amagambo, icyaha ntikihatangwa, naho uzirika ururimi rwe ni umunyabwenge.

20Ururimi rw'intungane ni nka feza iyunguruye, naho umutima w'umugiranabi nta gaciro ufite.

21Iminwa y'intungane igaburira imbaga, naho abasazi bakicwa n'ubucucu bwabo.

22Umugisha w'Uhoraho ni wo ukiza, naho umuhihibikano nta cyo umaze.

23Umupfayongo anezezwa no gukora ishyano, naho ubuhanga bukizihira umuntu ushyira mu gaciro.

24Icyo umugiranabi atinya ni cyo kimubaho, ariko icyo intungane yifuje, iragihabwa.

25Iyo serwakira ije ihitana umugiranabi, intungane yo ikaguma mu byimbo, ntiyegayege.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

26Nk'uko siki yonona amenyo, umwotsi ukangiza amaso, ni ko umunebwe agenzereza abamukoresha.

27Kubaha Uhoraho bituma umuntu aramba; naho iminsi y'abagiranabi iragabanywa.

28Intungane zitegereje ibyishimo, naho icyizere cy'abagiranabi kizayoyoka.

29Inzira y'Uhoraho ni ubuhungiro bw'inyangamugayo, naho inkozi z'ibibi ikazibera impamvu yo kurimbuka.

30Intungane nta na rimwe zizakangaranywa, ariko abagiranabi bo, ntibazaguma mu gihugu.

31Umunwa w'intungane usohokamo ubuhanga, naho ururimi rugenza amagambo y'ubugome ruzacibwa.

32Iminwa y'intungane irangwa n'ubugwaneza, naho ururimi rw'ababi rukagenza ubugome.

## Imigani 11

1Uhoraho azirana n'iminzani ibeshya, ariko akunda ibipimo by'ukuri.

2Ubwirasi buhamagara ikimwaro, ariko abiyoroshya bahorana ubuhanga.

3Umurava w'abantu b'intabera ni wo ubayobora, ariko ubugome bw'abagambanyi ni bwo bubarimbura.

4Umunsi w'urubanza nuza, ubukire nta cyo buzaba bukimaze, ariko ubutungane bwo bukiza ingoyi y'urupfu.

5Ubutungane bw'umuntu w'indakemwa bumuringaniriza inzira, ariko umugiranabi yicwa n'ubugome bwe.

6Ubutungane bw'abantu b'intabera burabakiza, naho abagambanyi bagafatwa n'irari ryabo.

7Iyo umugiranabi apfuye, amizero ye aba ashize, n'ubukungu yishingikirizagaho, nta cyo buba bukimumariye.

8Intungane irokorwa mu makuba, umugiranabi akayagwamo mu cyimbo cyayo.

9Umunwa w'umugome urimbura mugenzi we, naho intungane zikarokorwa n'ubumenyi bwazo.

10Iyo intungane zinezerewe, umugi wose urishima, iyo abagiranabi barimbutse, impundu ziravuga.

11Umugisha w'abantu b'intabera wubaka umugi, naho umunwa w'abagiranabi ukawusenya.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12Usuzugura mugenzi we, aba ari imburabwenge, ariko umuntu uzi ubwenge
aricecekera.

13Nyir'ugusebanya amena amabanga, utari inzimuzi ahishira byinshi.

14Imbaga itagira umutware, irorama, naho umukiro uturuka ku bajyanama benshi.

15Uwishingira abandi yikururira ibyago, ariko uwirinda kubemararira agira
amahoro.

16Umugore ugwa neza ahabwa ikuzo, abantu b'abanyamwete bakaronka ubukungu.

17Umuntu w'umunyampuhwe yigirira neza ubwe, naho umunyamwaga ababaza
umubiri we.

18Umugiranabi aronka inyungu idafashe, naho ubiba ubutungane agahabwa
igihembo gishyitse.

19Ukomera ku butungane aba agana ubuzima, uwoma mu nyuma y'ikibi agasanga
urupfu.

20Imitima y'uburyarya itera ishozi Uhoraho, ab'umutima uboneye akabatonesha.

21Nta kabuza umugiranabi azahanwa, ariko abakomoka ku ntungane bazakizwa.

22Umugore w'uburanga ariko utagira ubwenge, ni nk'impeta ya zahabu ikwikiye ku
kizuru cy'ingurube.

23Intungane zihora zishaka icyiza gusa, naho abagiranabi bikururira uburakari.

24Hariho abatanga batitangiriye itama, bakongererwa, hari n'abagundira ibintu
bagakabya, bagatindahara.

25Umutima ugira ubuntu uzatengamara, uwicira inyota abandi, na we azayikizwa.

26Uwimana ingano, rubanda baramuvuma, ariko uzigurisha bamwifuriza umugisha.

27Ushaka icyiza azatoneshwa , naho ugambiriye ikibi, kizamwokama.

28Uwiringira ubukire bwe, azarimbuka, naho intungane zizasagamba nk'amababi
atoshye.

29Utera impagarara mu rugo rwe, bizamuviramo umuyaga, kandi umusazi
azagaragira umunyamutima.

30Imbuto y'intungane ni nk'igiti cy'ubuzima, naho abagiranabi bagakinduka.

31Niba intungane ihabwa ibiyikwiye ikiri ku isi, hazacura iki ku bagome
n'abanyabyaha?

## Imigani 12

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1Uharanira ubwenge aba akunda kwigishwa, naho uwanga guhanwa ni igicucu.

2Uhoraho atonesha umuntu ukora neza, akamagana ugambiriye ikibi.

3Nta muntu ukomezwa no kugira nabi, kandi imizi y'intungane ntizarimburwa.

4Umugore ushiritse ubute ni ikamba ry'umugabo we, ariko utagira isoni aba ari nk'imungu mu magufa ye.

5Ibitekerezo by'intungane biba biboneye, naho imigambi y'umugiranabi ikaba iy'ibinyoma.

6Amagambo y'abagiranabi ni imitego yica, ariko umunwa w'intabera ni wo uzirokora.

7Iyo abagiranabi babirinduwe, bose bapfira gushira, ariko inzu y'intungane igahora ikomeye.

8Umuntu ashimirwa ko ashyira mu gaciro, naho uw'umutima w'ibinyoma akabigayirwa.

9Umuntu usanzwe ariko ufite umugaragu, aruta umwirasi utagira ikimutunga.

10Intungane imenya icyo amatungo yayo akeneye, ariko umutima w'umugiranabi uyagirira umwaga.

11Uhinga umurima we abona ibimutunga bihagije, ariko uwiruka inyuma y'ibitagira shinge aba ari igicucu.

12Umugome ashaka umugabane ku byafatiwe mu mutego w'abagiranabi, nyamara imizi y'intungane ni yo yeza imbuto.

13Umunwa ucumura ubera nyirawo umutego, ariko intungane yikura mu kaga.

14Ibyiza bihaza umuntu, abikomora ku munwa we, kandi buri wese abona igihembo cy'ibyo yakoze.

15Inzira y'umusazi, kuri we iba iboneye, ariko umunyabuhanga agisha inama.

16Umujinya w'umusazi, awugaragariza aho, naho umunyabwenge arenza ku kababaro ke.

17Umunyakuri agaragaza ibiboneye, naho umunyabinyoma ashyigikira akarengane.

18Amahomvu y'umupfayongo ajombana nk'inkota, ariko ururimi rw'abanyabuhanga rurakiza.

19Umunwa uvuga ukuri uhora uhamye, naho ururimi rubeshya ni urw'umwanya muto gusa.

20Ikinyoma cyarika mu mutima w'abagambiriye ikibi, naho abajyanama b'amahoro barangwa n'ibyishimo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

21Nta cyago gitera intungane, ariko abagiranabi birabugariza.

22Iminwa irangwa n'ibinyoma itera ishozi Uhoraho, igihe abakorana ukuri bamuronkaho ubutoni.

23Umunyabwenge ntagaragaza ubumenyi bwe, naho umutima w'ibicucu wamamaza ubusazi bwawo.

24Ukuboko k'umunyamwete kuzategeka, naho uk'umunebwe kuzakoreshwa uburetwa.

25Impungenge zishengura umutima w'umuntu, naho ijambo ryiza rikamushimisha.

26Intungane iyobora mugenzi wayo, naho inzira y'abagiranabi irabayobya.

27Ubunebwe ntibucyura umuhigo ngo buwuteke, ariko umwete ufitiye umuntu akamaro kanini.

28Inzira y'ubutungane itanga ubuzima, naho iy'abagome iganisha ku rupfu.

## Imigani 13

1Umwana uzi ubwenge akunda guhugurwa na se, ariko umusekanyi ntiyemera guhanwa.

2Ibyiza bitunga umuntu abikomora ku munwa we, ariko umutima w'abagambanyi uhazwa n'urugomo.

3Uhana umunwa we aba arinze ubuzima bwe, naho usukagura amagambo azarohama.

4Umunebwe agira irari rikamupfana ubusa, ariko icyo abanyamwete bifuje bakigeraho.

5Intungane yangana n'ikinyoma, ariko umugiranabi aragayisha, agakoza isoni.

6Ubutungane burinda umunyamurava, ariko icyaha kigatera abagiranabi korama.

7Hari abigira abakire kandi ari abatindi, abandi bakigira abakene, kandi batunze ibya mirenge.

8Incungu y'ubuzima bw'umuntu ni umutungo we, ariko umukene nta cyo akangishwa.

9Urumuri rw'intungane rutera ibyishimo, ariko itara ry'abagiranabi rizazima.

10Ubwirasi bukurura amahane, ariko ubuhanga buhorana abemera kugirwa inama.

11Ubukire buje bugubugu burayoyoka, ariko ubwo umuntu yitondeye bukiyongera.

12Iyo umutima utabonye icyo wifuza urarwara, wakibona, kikawubera nk'igiti cy'ubuzima.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Uhinyura inama azayoba, naho ukurikiza amabwiriza azahembwa.

14Inyigisho y'umunyabuhanga ni isoko y'ubuzima, itoza kwirinda imitego y'urupfu.

15Gushyira mu gaciro bitera igikundiro, ariko inzira y'abagambanyi irabaroha.

16Umunyabwenge akora abanje gutekereza, naho umupfayongo akasasa ubusazi
bwe.

17Intumwa mbi igusha mu makuba, naho iy'indahemuka irakiza.

18Uwanga guhugurwa bimutera ubukene akamwara, ariko uwemera guhanwa
azakuzwa.

19Umutima unezezwa no kuronka icyo wifuza, abapfayongo baterwa ishozi no
kureka ikibi!

20Nugendana n'umunyabuhanga nawe uzaba we, ariko ubana n'abapfayongo,
ahinduka mubi.

21Ibyago bikurikirana abanyabyaha, ariko ihirwe rikaba igihembo cy'intungane.

22Umuntu w'umunyamutima asigira abuzukuru be umurage, ariko umutungo
w'umunyabyaha uzahabwa intungane.

23Imirima y'abakene irumbuka imyaka myinshi, ariko hariho abapfa bazize
ubuhendanyi.

24Urinda umwana we inkoni, aba amwanga, naho umukunda, ntatinda kumuhana.

25Intungane irarya igahaga, ariko inda y'abagiranabi ihorana icyena.

## Imigani 14

1Ubuhanga bwiyubakira urugo rwabwo, naho ubusazi bukisenyera.

2Ugenda mu nzira igororotse aba yubashye Uhoraho, naho unyura mu y'uburyarya
aba amusuzuguye.

3Umunwa w'igicucu ni indiri y'ubwirasi, naho uw'umunyabuhanga ni wo umurinda.

4Ahatari ibimasa bihinga ibigega biba birimo ubusa, naho imfizi ifite imbaraga ituma
umusaruro wiyongera.

5Umugabo w'indahemuka ntabeshya, ariko uw'umuhemu ahorana ikinyoma.

6Umusekanyi ashakashaka ubuhanga, ntabugeraho, ariko kugera ku bumenyi,
byorohera umunyabwenge.

7Uzagendere kure umuntu w'igicucu, kuko nta jambo ry'ubwenge uzamukuraho.

8Ubuhanga bw'umuntu ujijutse, ni ugushishoza inzira ye, ariko ubusazi bw'ibicucu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

buba mu binyoma byabo.

9Amahema y'abapfayongo ni indiri y'icyaha, ariko inzu y'intabera irangwamo ubugiraneza.

10Umutima ni wo umenya akabababaro kawo, mbese nk'uko nta we ushobora gufatanya na wo ibyishimo.

11Inzu y'abagome izasenywa, naho ihema ry'intabera rizashimangirwa.

12Hari inzira isa n'itunganiye umuntu, amaherezo ariko, ikaba iganisha ku rupfu.

13Ndetse no mu byishimo, umutima wakuramo ishavu, kandi amaherezo y'ibitwenge ni ugushavura.

14Umuntu ufite umutima wahabye anyurwa n'imyifatire ye, naho umugiraneza akanezezwa n'ibikorwa bye.

15Igihubutsi cyemera ikivuzwe cyose, ariko uzi ubwenge yitondera aho anyura.

16Umunyabuhanga atinya ikibi kandi akagihunga, naho igicucu kirirakaza kandi kikiyemera.

17Ugira umujinya hafi akora amarorerwa, n'umunyamayeri ariyangisha.

18Umugabane w'ibihubutsi ni ubusazi, naho abazi ubwenge batamiriza ikamba ry'ubumenyi.

19Ababi bunamira abeza, abagome bagapfukama imbere y'imiryango y'intungane.

20Umukene yangwa na bose, ndetse n'umuturanyi we, ariko incuti z'umukire ntizibarika.

21Usuzuguye mugenzi we aba acumuye, kandi hahirwa ugirira impuhwe abakene.

22Ese abagenda bakwiza ikibi, ntibaba bayoba? Abagamije icyiza bo barangwa n'ubudahemuka n'umurava.

23Umurimo wose ugira icyo wungura, ariko amazimwe akurura ubutindi.

24Ikamba ry'abanyabuhanga ni ukumenya gushishoza, naho iby'abapfayongo ni ubusazi bwabo.

25Utanzweho umugabo akavuga ukuri, akiza imbaga, naho ubeshye, aba yaritswemo n'ikinyoma.

26Utinya Uhoraho aba abonye ubuhungiro bukomeye, kuko adahwema kurinda abana be.

27Gutinya Uhoraho ni isoko y'ubuzima, bikanarinda imitego y'urupfu.

28Imbaga nyinshi ihesha umwami ikuzo, iyo yabuze abo atwara, na we aba

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

yarimbutse.

29Utagira umujinya hafi aba ari umunyabwenge, naho urakara vuba yasasa ubusazi bwe.

30Umutima utuje unogera umubiri, naho ishyari ni imungu mu magufa.

31Ukandamiza utishoboye aba atutse Iyamuremye, naho ugirira impuhwe umukene aba ayubashye.

32Umugiranabi abirindurwa n'uburyarya bwe, naho intungane igakizwa n'umurava wayo.

33Ubuhanga buba mu mutima w'umunyabwenge, naho mu bapfayongo, ni nde wahabusanga?

34Ubutungane butuma igihugu gisagamba, naho icyaha gikoza isoni amahanga yose.

35Umwami atonesha umugaragu w'umutima, ariko akarakarira utagira isoni.

## Imigani 15

1Igisubizo cyiza gicubya uburakari, ariko ijambo risesereza rikabyutsa umujinya.

2Ururimi rw'abanyabuhanga rutuma barata ubumenyi, ariko umunwa w'abapfayongo ukasasa ubusazi bwabo.

3Amaso y'Uhoraho areba hose, akagenzura ababi n'abeza.

4Ururimi rugusha neza ni nk'igiti cy'ubuzima, naho ururimi rubi rukomeretsa umutima.

5Umusazi yanga ko se amuhana, ariko uzi ubwenge yemera gucyahwa.

6Mu nzu y'intungane habamo ubukungu bwinshi, ariko amahaho y'umunyabyaha atera ibyago.

7Iminwa y'abanyabuhanga ikwirakwiza ubumenyi, ariko umutima w'abapfayongo ntugenza utyo.

8Igitambo cy'abagiranabi gitera Uhoraho ishozi, ariko amasengesho y'intabera akamushimisha.

9Uhoraho yanga imyifatire y'abagome, ariko agakunda abitangiye ubutungane.

10Uta inzira abishaka, azahanwa bikomeye! kandi uwanga gucyahwa azapfa.

11Ibiri ikuzimu no mu nyenga ntibyihishe Uhoraho, yayoberwa ate rero ibiri mu mitima y'abantu!

12Umusekanyi ntakunda guhanwa, yirinda kwegera abanyabuhanga.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Ufite umutima wishimye, acya mu maso, naho umutima ushavuye utera kwiheba.

14Umutima w'umunyabwenge ushakashaka ubumenyi, naho umunwa w'abapfayongo uhazwa n'ubusazi.

15Umutindi ahora mu minsi mibi, naho uwishimye ku mutima agahora mu birori.

16Uduke turimo gutinya Uhoraho, turuta ibyinshi birimo impagarara.

17Igaburo ry'imboga ririmo urukundo, riruta iry'inyama z'ikimasa riherekejwe n'urwango.

18Ugira umujinya hafi akurura amahane, naho utarakara vuba ahosha intonganya.

19Inzira y'umunebwe ni nk'uruzitiro rw'amahwa, naho iy'abanyamwete ni umuhanda nyabagendwa.

20Umwana witonda ashimisha se, naho umupfayongo asuzugura nyina.

21Ubusazi bwizihira abatagira umutima, naho umunyabwenge aboneza inzira itunganye.

22Aho inama itari, imigambi ntihama, abajyanama benshi batera gutsinda.

23Umuntu ashimishwa n'igisubizo cyiza kimuvuye mu kanwa, kandi ijambo rivugiwe igihe ni ryo rinyura.

24Umunyabwenge akurikira inzira y'ubuzima imuzamura, bityo akirinda umumanura ikuzimu.

25Uhoraho asenya urugo rw'abirasi, ariko agakomeza urubibi rw'umupfakazi.

26Ibitekerezo by'ubugome bitera ishozi Uhoraho, naho amagambo y'urukundo aba akeye.

27Ugabanye ibyibano ahangayikisha urugo rwe, naho uwanga ruswa azabaho.

28Umutima w'intungane uzirikana icyo uri busubize, naho umunwa w'abagiranabi uvundereza ubugome.

29Uhoraho yitaza abagiranabi, ariko akumva isengesho ry'intungane.

30Indoro nziza inezeza umutima, inkuru nziza ikongera imbaraga.

31Utega amatwi inama z'ubuzima, akwiye kubana n'abanyabuhanga.

32Uwanga gukosorwa aba yisuzuguye ubwe, naho uwemera gucyahwa yunguka ubwenge.

33Gutinya Uhoraho ni ko kwitoza ubuhanga, kandi mbere yo gushaka ikuzo, ni ngombwa kwiyoroshya.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

**Imigani 16**

1Umuntu yigira imigambi ku mutima, ariko igisubizo gitangwa n'Uhoraho.

2Inzira za muntu zose, ahora abona zimunogeye, ariko Uhoraho ni we ugenzura ikiri ku mutima.

3Ibikorwa byawe biragize Uhoraho, maze imigambi yawe izatungane.

4Uhoraho yahanze byose bifite icyo bigenewe, yewe n'umugiranabi yaremewe umunsi w'ibyago.

5Umutima wikuza utera Uhoraho ishozi, nta kabuza uzahanwa!

6Ubudahemuka n'umurava bihanagura icyaha, gutinya Uhoraho birinda umuntu ikibi.

7Iyo Uhoraho yashimye imyifatire y'umuntu, ageza n'aho atuma abanzi be bigorora na we.

8Uduke turimo ubutungane, turuta inyungu nyinshi z'amahugu.

9Umutima w'umuntu uzirikana inzira anyuramo, ariko Uhoraho ni we uyimukomezamo.

10Umwami aba afite imvugo y'Imana mu munwa we, iyo aca imanza, ururimi rwe ntirurenganya.

11Uhoraho ashimishwa n'iminzani iboneye, ni we wategetse uko bagomba gupima.

12Umwami ugira nabi aba akoze ishyano, kuko ubutabera ari bwo bushimangira ingoma.

13Iminwa itaryarya itona ku mwami, abavuga ukuri arabakunda.

14Uburakari bw'umwami bushobora kurimbura benshi, ariko umunyabuhanga arabuhosha.

15Iyo mu maso y'umwami hakeye, benshi bibaviramo ubuzima, ubugwaneza bwe bunezeza nk'imvura yo ku muhindo.

16Kunguka ubuhanga biruta zahabu iyunguruye, kandi kuronka ubwenge bisumba feza.

17Inzira y'intabera ni ukwirinda ikibi, uwitondera aho anyura akiza amagara ye.

18Ujya kurimbuka abanza kwirata! n'ugiye guhanuka abanza kwikuza!

19Kwicisha bugufi hamwe n'abanyabyago, biruta gusangira iminyago n'abirasi.

20Uwita ku ijambo azatengamara, kandi hahirwa uwisunga Uhoraho.

21Umunyabuhanga ku mutima, bamwita umunyabwenge, kandi umunwa utuje

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

wongera ubumenyi.

22Abashyira mu gaciro bibabera isoko y'ubuzima, naho ubusazi ni cyo gihano cy'ubucucu.

23Umutima w'umunyabuhanga ubwiriza ururimi rwe, kandi umwungura ubwenge mu byo avuga.

24Amagambo yuje ubwuzu ni nk'umushongi w'ubuki, aryohera mu kanwa, kandi agakomeza amagufa.

25Hari inzira isa n'itunganiye umuntu, amaherezo ariko, ikaba iganisha ku rupfu.

26Ipfa ry'umukozi ni ryo rimutera ubwira, kuko akanwa ke kaba kamwaka ubutitsa.

27Umuntu w'ikigwari ateza ibyago, ururimi rwe rwotsa nk'umuriro.

28Umuntu w'umugome akurura amahane, kamenabanga agatanya incuti.

29Umunyarugomo ashuka mugenzi we, akamunyuza mu nzira idakwiye.

30Uwubika ingohe aba azirikana ubugome, naho urya iminwa aba yarangije guhemuka.

31Uruyenzi rw'imvi ni ikamba ry'ikuzo, umuntu arigabanira mu nzira y'ubutungane.

32Utihutira kurakara aruta intwari, kandi umuntu witsinda aruta uganza umugi.

33Umuntu asasa igishura akakijugunyaho amabuye y'ubufindo , nyamara Uhoraho ni we umuha igisubizo.

## Imigani 17

1Akamanyu k'umugati ukakaye umuntu ariye mu mahoro, karuta inzu yuzuye inyama ariko irimo amahane.

2Umugaragu ushyira mu gaciro aruta umwana w'ikigoryi, kandi azahabwa umunani hamwe n'abandi bana.

3Uruganda rutunganya feza, itanura rigatunganya zahabu, ariko Uhoraho ni we ucengera mu mitima.

4Umugiranabi yita ku munwa w'umuhendanyi, umubeshyi agahugukira akarimi k'indyarya.

5Usetse umukene aba atutse Iyamuremye, uwishimira ibyago by'abandi azahanwa.

6Ikamba ry'abasaza ni abuzukuru babo, naho ibyishimo by'abana ni ba se.

7Imvugo inoze ntikwiranye n'igicucu, nkanswe amagambo y'ibinyoma ku gikomangoma.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8Umuntu uzi kugabira abandi, na we biramuhira, aho yerekeye hose, agera ku cyo
yifuza.

9Uwihanganira igicumuro aba akomeje umubano, ariko ugitaranga atandukanya
incuti.

10Ijambo rimwe uhanishije umunyabwenge rimugirira akamaro, karuse ak'inkoni
ijana ku mupfayongo.

11Umugiranabi ahora ashaka kwigomeka, ariko bazamwoherereza intumwa y'inkazi.

12Guhura n'ikirura bambuye ibyana, biruta guhubirana n'igicucu cyasaze.

13Uwitura ineza inabi, ibyago ntibizava mu nzu ye.

14Gushoza amahane ni nko kugomorora amazi, ujye wigendera intonganya
zitaravuka.

15Ari ukwirengagiza icyaha cy'umugome, ari no kukigereka ku ntungane, byombi,
Uhoraho arabyanga.

16Mbese imari y'umupfayongo yamumarira ike? Nta n'ubwo yayigura ubuhanga,
kuko nta bwenge agira.

17Incuti ntihwema gukunda, kandi umuvandimwe avukira gutabara aho rukomeye.

18Umuntu w'igicucu yishingira abandi, akitangaho ingwate kuri mugenzi we.

19Ukunda amahane aba akunze icyaha, uwiterura aba ashaka kurimbuka.

20Ufite umutima wuzuye uburyarya, ntagira ihirwe, kandi ufite ururimi rubi, agwa
mu makuba.

21Ubyaye umupfayongo, bimutera agahinda, kandi se w'igicucu ntiyigera yishima
bibaho.

22Umutima ukeye ukomeza ubuzima, naho umutima ushavuye wumisha amagufa.

23Umugiranabi yakira ruswa, kugira ngo arenganye umunyamurava.

24Umunyabwenge ahora ahanze amaso ubuhanga, ariko amaso y'igicucu
kirayazerereza kugeza iyo gihera.

25Umwana w'igicucu ababaza se, kandi agatera agahinda nyina wamubyaye.

26Guca ibihano intungane si byiza, ariko gukubita ibikomangoma, byo birenze
urugero.

27Uwifata mu magambo ye aba afite ubumenyi, kandi udapfa guhubuka aba ari
umunyabwenge.

28N'umusazi, iyo yicecekeye, bamwita umunyabuhanga, yafunga umunwa we,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bakamwita umunyabwenge.

## Imigani 18

1Ushaka kwitaza abandi, abibonera impamvu, bamugira inama akarakara.

2Umupfayongo ntashaka kujijuka, ahubwo aharanira kwihesha ishema mu mvugo ye.

3Aho ubugome bwaje umugayo ntuhatangwa, kandi ubuhemu bukurura ikimwaro.

4Amagambo ava mu kanwa k'umuntu ni nk'amazi maremare, abamo isoko
y'ubuhanga, akamera nk'umugezi utemba.

5Nta bwo ari byiza guca urubanza ubera umugome, ukarenganya intungane.

6Umunwa w'umupfayongo umukururira intonganya, naho ururimi rwe rumutegeza
inkoni.

7Amagambo y'umupfayongo ni yo amworeka, kandi umunwa we ni wo mutego
w'ubuzima bwe.

8Amagambo y'inzimuzi aba asize umunyu, aragenda agashyika ku nkingi z'umutima.

9Unebwa ku murimo we, aba ava inda imwe n'usenya.

10Izina ry'Uhoraho ni nk'umunara ukomeye, intungane iwirukiramo ikaba ikize
icyago.

11Umutungo w'umukire umubera nk'umugi ukomeye, ahora yizeye ko ari urukuta
rutarengwa.

12Ubwirasi bw'umutima bubanziriza kurimbuka, naho uzi kwicisha bugufi, ni we
uzakuzwa.

13Usubiza atarumva icyo bamubwiye, aba ari umusazi n'umupfayongo.

14Umutima w'umuntu umuramira mu ndwara, none se umutima washavuye ni nde
wawuhembura?

15Umutima w'umunyabwenge uronka ubwitonzi, kandi ugutwi kw'abanyabuhanga
gushaka ubumenyi.

16Icyo umuntu atanze kimuhesha inzira, kikamugeza imbere y'abakomeye.

17Ushoje urubanza asa n'uri butsinde, ariko umuburanyi we iyo aje, aramuhinyuza.

18Ubufindo bumara impaka, kandi bugakiranura ibikomerezwa.

19Umuvandimwe warakajwe ni nk'umugi w'intikorerezwa, kandi intonganya
zihoraho nk'amapata yo ku nzugi z'umugi.

20Umuntu ahazwa n'imbuto y'iminwa ye, ikimuva mu kanwa ni cyo gituma yijuta.


© 2012, Bible Society of Rwanda.

21Ururimi ni rwo rugenga urupfu n'ubuzima, abarwishinga bazabona ingaruka zabyo.

22Uwashatse umugore aba yarashyikiriye umukiro, kandi aba yararonse ubutoni kuri Uhoraho.

23Umukene avuga yinginga, naho umukire agasubizanya umwaga.

24Hari incuti zishora umuntu mu kaga, hari n'izishobora kumukunda kurusha umuvandimwe we.

## Imigani 19

1Umukene urangwa n'umurava aruta ufite ururimi rw'uburiganya akaba n'umupfayongo.

2Ahatari ubumenyi, umwete nta cyo umara, kandi iyihuse yabyaye ibihumye.

3Ubusazi bw'umuntu ni bwo bumuyobya, n'umutima we ukarakarira Uhoraho.

4Ubukire bukurura incuti nyinshi, naho umukene atana n'incuti ye.

5Utangwaho umugabo akabeshya, azahanwa, kandi n'ubunza ibinyoma ntazarokoka.

6Igikomerezwa gishagarwa n'indyarya nyinshi, kandi abantu bose bakunda ugira ubuntu.

7Abavandimwe b'umukene bamwanga bose, none se incuti ni zo zitazamuhungaho?

8Uwunguka ubwenge aba yikunda ubwe, naho ukomeza ubumenyi aba agira amahirwe.

9Utangwaho umugabo akabeshya, azahanwa, kandi n'ubunza ibinyoma azarimbuka.

10Kuba mu bukire, ntibibereye umupfayongo, n'umugaragu ntakwiriye gutegeka abatware.

11Umuntu ushyira mu gaciro, bituma atarakara vuba, agaheshwa ikuzo no kwihanganira inabi yagiriwe.

12Uburakari bw'umwami ni nk'imitontomo y'intare, ariko ineza ye ikamera nk'ikime cyatonze ku byatsi.

13Umwana w'ikigoryi ashyira se mu makuba, naho intonganya z'umugore ni nk'umutonyi udahwema kujojoba.

14Umurage uva ku babyeyi ni inzu n'umutungo, naho umugore uzi ubwenge, Uhoraho ni we umutanga.

15Ubunebwe butera gusinzira ubuticura, kandi umunyamwete muke ahorana inzara.

16Uwubahiriza amategeko aba arinze ubuzima bwe, naho uhinyura inzira zayo


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

azapfa.

17Ugiriye impuhwe umukene, aba agurije Uhoraho, kandi iyo neza ni we uzayimwitura.

18Jya uhana umuhungu wawe bikiri mu maguru mashya, ariko ntukarakare ngo ugeze aho kumwica.

19Umunyamujinya wa cyane yikururira ibihano, iyo umwihoreye, arashyekerwa.

20Jya wumva inama, wemere bakwigishe, bizatuma uhinduka umunyabuhanga.

21Umuntu yigira imigambi myinshi ku mutima, ariko icyo Uhoraho ashaka ni cyo gikorwa.

22Icyo umuntu yifuza ku wundi, ni ubudahemuka, kandi umukene aruta umubeshyi.

23Gutinya Uhoraho bitanga ubuzima, uzijuta, usinzire neza, nta cyago kiguteye.

24Umunebwe ashora ikiganza ku mbehe, ariko ntashobore kwitamika.

25Uzakubite umusekanyi, injiji izakurizaho guca akenge, nucyaha umunyabwenge, azasobanukirwa amenye.

26Ujujubya se kandi akirukana nyina, aba ari umwana gito kandi uteye ishozi.

27Mwana wanjye, nureka kumva inyigisho, bizakuviramo kohoha kure y'amagambo y'ubumenyi.

28Uhamya ibinyoma aba asuzuguye ubutabera, kandi umunwa w'abagiranabi unyurwa n'amahugu.

29Abasekanyi bateganirijwe ibihano, kandi ibicucu bizakubitwa inkoni mu bitugu.

## Imigani 20

1Divayi itera ubupfu, inzoga zigakurura isindwe, uzishinga ntaba ari umunyabwenge.

2Uburakari bw'umwami ni nk'imitontomo y'intare, umurakaje aba yihemukiye ubwe.

3Umuntu wirinda impaka arabishimirwa, ariko uwitwa umusazi wese arazishigukira.

4Ku muhindo, umunebwe ntahinga, ku mwero, agashakashaka akabura icyo afata.

5Inama umutima wigira ni nk'amazi magari, umuntu uzi ubwenge ni ho avoma.

6Abantu benshi biratana ubudahemuka, ariko se ni nde wabona umuntu uvuga ukuri?

7Intungane irangwa n'umurava, hahirwa abana izasiga!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8Umwami aca imanza yicaye ku ntebe ye, ikibi cyose akagitahura n'amaso ye.

9Ni nde washobora kuvuga ngo «Nasukuye umutima wanjye, icyaha cyanjye naragihanaguye»?

10Ingero zitareshya n'iminzani ibeshya, byombi bitera Uhoraho ishozi.

11Ibikorwa by'umusore byerekana niba azagira imyifatire itunganye kandi iboneye.

12Ugutwi kumva n'ijisho rireba, byombi byaremwe n'Uhoraho.

13Ntugakunde ibitotsi kugira ngo utazakena, kanguka ube maso uzabone ikigutunga.

14Uriho agura aravuga ati «Murampenda!» ariko avayo yirya icyara.

15Hariho zahabu n'ibirezi byinshi, ariko icy'ingenzi ni ururimi rwuje ubumenyi.

16Fata umwenda we kuko yishingiye uwo atazi, umwake ingwate kuko yemarariye abavantara!

17Umugati w'ubwambuzi uryohera umuntu, ariko nyuma yaho akanwa ke kuzura umusenyi.

18Imigambi ikomezwa no kuyigira hamwe n'abandi, uzashoze urugamba umaze kugisha inama abanyabwenge.

19Usebanya amena amabanga, ntukuzure n'ufite akarimi karekare!

20Uvuma se na nyina, urumuri rwe ruzamuzimiraho mu ijoro ry'icuraburindi.

21Umurage uje huti huti amaherezo ntubona umugisha.

22Ntuzavuge ngo «Nzitura inabi !» iyumanganye, Uhoraho azagukiza.

23Uhoraho yanga ibipimo bihuguza, iminzani yiba si myiza.

24Uhoraho ni we uyobora intambwe z'umuntu, we yakumva ate aho ava n'aho agana?

25Byakora ku muntu wavuga akina ngo «Iki nkeguriye Uhoraho», kandi atabanje kuzirikana neza icyo ari busezerane.

26Umwami uzi ubwenge atahura abagome akabahana yihanukiriye.

27Umutima w'umuntu ni itara Uhoraho yamuhaye, ngo rimurike ibimwihishemo byose.

28Ubudahemuka n'umurava birinda umwami, na we ingoma ye akayishimangiza ubutabera.

29Ishema ry'abasore ni ubugangare bwabo, naho umutako w'abasaza ni imvi zabo.

30Inguma z'amaraso zicubya ubugome, naho imihini igakiza ingeso mbi.

## Imigani 21

1Umutima w'umwami uri mu kiganza cy'Uhoraho, akawuyobora, mbese nk'uko bayobora umugezi w'amazi aho bashatse hose.

2Inzira za muntu zose abona zimunogeye, ariko Uhoraho ni we upima imitima.

3Ubutungane n'ubutabera binyura Uhoraho, kuruta ibitambo.

4Indoro y'agasuzuguro n'umutima wirata ni byo bigaragaza icyaha cy'abagome.

5Imigambi y'umunyamwete iramukiza, ariko uhubuka wese aba asanga ubutindi.

6Umutungo w'umwibano ni ubusa buyoyoka, na bene wo baba bashaka urupfu.

7Ububisha bw'abagome ni bwo buboreka, kuko banga gukurikiza ubutabera.

8Inzira y'umwicanyi iba iziguye, naho imigenzereze y'intungane irangwa n'ubutabera.

9Biraruta kwinugika mu ngombe iri mu rugo, aho kubana mu nzu n'umugore w'umunyamahane.

10Umutima w'umugiranabi uhora ushaka ikibi, ndetse n'incuti ye ntayireba neza.

11Nibakubita umusekanyi, injiji izakurizaho guca akenge, nibigisha umunyabuhanga, azunguka ubumenyi.

12Nyir'ubutungane yitegereza inzu y'abagiranabi, abagome bose akabarindimurira mu makuba.

13Uwanga kumva umunyantege nke amutabaje, na we azataka abure umutabara.

14Nta gihosha umujinya w'umuntu wafungije, nko kumugabira mwiherereye, cyangwa kumutura mu ibanga.

15Intungane inezezwa no kubahiriza ubutabera, naho abagiranabi bazarimbuka.

16Umuntu ubungera ntanyure inzira y'ubwitonzi, azaruhukira mu rugaga rw'ab'ikuzimu.

17Ukunda amaraha, azatindahara, ukunda divayi n'amavuta ntazakira.

18Umugome aba incungu y'intungane, naho umugambanyi akagwa mu kigwi cy'intabera.

19Gutura mu gihugu cy'ubutayu, biruta kubana n'umugore w'umushiha n'umunyamahane.

20Mu nzu y'umunyabuhanga, habamo ubukungu bwinshi n'amavuta, ariko umunyabwenge buke atagaguza ibye.

21Ukurikirana ubutungane n'ubwitonzi, azaronka ubugingo, umukiro n'icyubahiro.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22Umunyabuhanga afata mpiri umugi urimo ingabo z'intwari, agasenya inkuta zarindaga abawutuye.

23Ufata ururimi rwe akabumba umunwa we, umutima we aba awurinze amakuba.

24Uwirata agatukana, bamwita «umusekanyi», imigenzereze ye irangwa n'ubwirasi bukabije.

25Umunebwe apfa yifuza, kuko amaboko ye yanga gukora.

26Umugome yiriza umunsi wose ararikiye iby'abandi, naho intungane itanga ititangiriye itama.

27Igitambo cy'abagome gitera ishozi Uhoraho, nkanswe iyo bagituranye ubuhemu.

28Uhamya ibinyoma azarimbuka, ariko utega amatwi, azahabwa ijambo arihorane.

29Umuntu w'umugome yerekana ko yigize, naho uw'intabera atsimbarara ku myifatire ye.

30Nta buhanga, nta bwenge, nta n'inama y'umuntu yahangara Uhoraho.

31Ku munsi w'urugamba, ifarasi barayambika bakayitunganya, ariko Uhoraho ni we utanga gutsinda.

## Imigani 22

1Kuvugwa neza biruta ubukungu bwinshi, kubahwa bikaruta feza na zahabu.

2Umukire n'umukene bafite icyo bahuriyeho, bombi ni Uhoraho wabaremye.

3Umunyabwenge abona icyago kije, akihisha, naho injiji zikiyahuramo, zikabiryora.

4Uwicisha bugufi abisaruramo gutinya Uhoraho, ubukire, icyubahiro n'ubugingo.

5Inzira y'indyarya ibamo amahwa n'imitego, ushaka gukiza ubuzima bwe, arayirinda.

6Nutoza umwana muto inzira agomba gukurikira, naba n'umusaza ntazayiteshukaho.

7Umukire ategeka abakene, kandi uguza ahinduka umugaragu w'umugurije.

8Ubiba ubuhemu asarura ibyago, kandi azahazwa n'ingaruka z'ubugome bwe.

9Ufite ijisho rirebana impuhwe azahabwa umugisha, kuko agabanya ku mugati we, agaha umukene.

10Niwamagana umusekanyi, intonganya zizashira, imanza n'agasuzuguro bihoshe.

11Ukunda imitima iboneye akarangwa n'ineza ku munwa, aba ari incuti y'umwami.

12Amaso y'Uhoraho arengera ubumenyi, kandi agatahura amagambo y'abagambanyi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Umunebwe aravuga ngo «Hanze hari intare, ninsohoka irantsinda mu mayira.»

14Akanwa k'umugore w'undi ni nk'urwobo rurerure, uwo Uhoraho azinutswe, azagwamo.

15Ubusazi buba buziritse ku mutima w'umwana muto, ariko inkoni ihana ibumucaho.

16Ukandamiza umukene agezaho akamukuza, kandi uha umukire aba amukenesheje.

## IMIGANI Y'ABANYABUHANGA

17Tega amatwi, wumve amagambo y'abanyabuhanga, umutima wawe uwuhatire ubumenyi bwanjye,

18kuko uzanezezwa no kuyabika mu mutima wawe, no kuyahoza ku munwa wawe yose.

19Kugira ngo wiringire Uhoraho, nawe, ubu ngiye kukwigisha.

20Ese si wowe nandikiye igitabo kigizwe n'imitwe mirongo itatu, kirimo inama n'ubumenyi,

21ngira ngo nkumenyeshe amagambo y'ukuri, bityo nawe ukayageza yose ku wagutumye?

22Ntuzambure umukene kuko ari umukene, ntuzahutarize ku rugi utishoboye,

23kuko Uhoraho azababuranira, akica ababakandamiza.

24Ntugacudike n'umunyamujinya, kandi ntukagendane n'umuntu warakaye,

25utazavaho utora inzira ze, ubugingo bwawe bugafatirwa mu mutego.

26Ntukagenze nk'abemararira abandi, bakishingira abarimo imyenda;

27ntuzi se ko ubuze icyo wishyura, bagutwara n'uburiri uryamyeho ?

28Ntuzimure imbago ya kera, iyo abasokuru bawe bashinze.

29Uwo ajye yiyereka abami, yoye kuguma muri rubanda rugufi.

## Imigani 23

1Niwicara ugiye gusangira n'igikomerezwa, uzitondere ibiri imbere yawe;

2uzirinde kugira umururumba, niba uzi ko ufite inda nini.

3Ntuzararikire ibiryo bye biryoshye, kuko ari ibishukisho.

4Ntuzirushye ngo urashaka ubukire, uzirinde ndetse no kubutekereza;

5umara kubura amaso ubureba, ugasanga bwayoyotse, kuko wagira ngo bumera amababa, maze bukaboneza iy'ikirere nka kagoma.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6Ntuzarye umugati w'umuntu ukureba nabi, kandi ntuzararikire ibiryo bye biryoshye,

7kuko icyo atekereza ku mutima ari na ko agikora; arakubwira ati «Rya kandi unywe», ariko ntaba agushyizeho umutima!

8Ibyo umaze kumira uzabiruka n'amagambo yawe meza agupfane ubusa.

9Ntuzabwire amatwi y'igicucu, kuko cyasuzugura ukuri kw'amagambo yawe.

10Ntukimure imbago ya kera, ngo urengere umurima w'imfubyi,

11kuko zifite umuhozi ukomeye; ni we uzaziburanira akurwanye.

12Umutima wawe uwukangurire inyigisho, n'amatwi yawe uyatoze amagambo y'ubumenyi.

13Ntukange guhana umwana, numukubita umunyafu, ntazaherako ngo apfe!

14Wowe rero, numukubita umunyafu, ubuzima bwe uzaba ubukijije inyenga.

15Mwana wanjye, umutima wawe nurangwaho ubuhanga, nanjye uwanjye uzishima,

16kandi nzanezerwa cyane, umunwa wawe nuvuga amagambo aboneye.

17Umutima wawe ntukagirire ishyari abanyabyaha, ahubwo ujye uhora utinya Uhoraho,

18kuko bucyana ayandi, hakazaza igihe uzabona ko icyizere cyawe atari imfabusa.

19Tega amatwi, mwana wanjye, ube umunyabuhanga, kandi umutima wawe uwuyobore inzira iboneye.

20Ntuzabarirwe mu banywi ba divayi, cyangwa mu bashimusi,

21kuko abanywi n'abashimusi batindahara, naho kuryamira bikambika umuntu incabari.

22Uzajye wumvira so wakubyaye, kandi ntugasuzugure nyoko namara gukecura.

23Ujye uharanira ukuri, woye kugutezukaho, uronke ubuhanga, ubumenyi n'ubwenge.

24Se w'intungane ntazahwema kwishima, kandi ubyaye umunyabuhanga aranyurwa.

25So na nyoko nibanezerwe, uwakubyaye avuze impundu.

26Mwana wanjye, wite ku byo nkubwira, kandi amaso yawe anyurwe n'inzira zanjye:

27ni koko, umugore w'indaya ameze nk'urwobo rurerure, naho uw'umuvantara ni nk'iriba ry'imfungane;

28ng'uwo ararekereje nk'umujura, abantu akabagwizamo abagambanyi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

29 Ni nde uhora ataka? Ni nde uhora yicuza icyo yakoze? Ni nde nyir'intonganya? Ni nde nyir'amaganya? Ni nde nyir'inguma zitagira imvano? Ni nde nyir'amaso yatukuye?

30 Ni iby'abarara inkera kuri divayi bagahora bashakisha inzoga z'amuki.

31 Uramenye ntukarebe divayi; usanga ari intuku, ibengerana mu nkongoro, ikamanuka inzira imwe mu muhogo,

32 ariko amaherezo ikaryana nk'inzoka, ikadomana nk'impiri.

33 Amaso yawe azabona ibintu by'amayobera, uvuge amagambo y'urudubi;

34 umere nk'umuntu uryamye mu mazi magari, cyangwa mu bushorishori bw'ibiti!

35 Uzavuga uti «Bankubise, ariko sindibwa, bampondaguye, ariko nta cyo numva! Mbese nzakanguka ryari? Ay'ubusa nzongera nyivumbe!»

## Imigani 24

1 Ntukagirire abagome ishyari kandi ntukifuze kubana na bo,

2 kuko umutima wabo ugambiriye ubwicanyi, iminwa yabo ikavuga ibibi.

3 Inzu yubakwa n'ubuhanga, kandi igakomezwa n'ubwenge;

4 ubumenyi ni bwo butuma ibigega byuzura ibintu byiza byose kandi by'agaciro.

5 Umunyabuhanga aruta umunyembaraga, kandi n'ufite ubumenyi akaruta umunyabigango ;

6 nuko rero nushoza urugamba, uzabanze urwitegure, kandi wizeye abajyanama benshi bazaguha gutsinda.

7 Ubumenyi burenze kure umupfayongo, ntakagire icyo arevura abaturage bakoranye.

8 Ugambiriye kugira nabi, bamwita umunyamayeri.

9 Igicucu nta kindi gitekereza atari icyaha, kandi umupfayongo atera abantu ishozi.

10 Nuba ikigwari amakuba yaje, ubutwari bwawe buzaba ari nta bwo.

11 Uzarokore abakatiwe urwo gupfa, utabare n'abahutazwa bajyanywe aho bazicirwa!

12 Ntuzavuge ngo «Ariko ntitwari tubizi !» Upima imitima se ntabyumva? Uwakubumbye arabizi, kandi azitura buri muntu akurikije imyifatire ye.

13 Mwana wanjye, jya urya ubuki kuko ari bwiza, kandi ikinyagu cyabwo kinurira akanwa kawe.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14Ubimenye, n'ubuhanga ni ko bumereye umutima wawe. Nuburonka, uzabaho neza
mu gihe kizaza, maze icyizere cyawe cyoye gupfa ubusa.

15Wa mugome we, ntukareme igico ku rugo rw'intungane, kandi ntuzayisenyere
inzu!

16Koko rero, intungane n'iyo yagwa incuro ndwi, irongera ikabyuka, naho abagome
borama mu makuba.

17Umwanzi wawe nagwa, ntukabyinire ku rukoma, natsikira, umutima wawe
ntukishime,

18hato Uhoraho atavaho abibona akabigaya, maze akirengagiza uburakari yari
yamugiriye.

19Ntugahagarikwe umutima n'abagiranabi, cyangwa ngo ugirire ishyari abagome,

20kuko umuntu mubi ataramba, n'itara ry'abagome rirazima.

21Mwana wanjye, jya wubaha Uhoraho n'umwami, kandi ntugacudike n'abakunda
guhindagura ibintu,

22kuko ibyago bizabatungura, ndetse nta n'uzi amakuba azabatera.

## INDI MIGANI Y'ABANYABUHANGA

23Izi na zo ni inama z'abanyabuhanga: Si byiza guca urubanza ubera.

24Ubwira umugome ngo «Uri intungane», imbaga iramuvuma, n'amahanga
akamwanga urunuka;

25ariko abamucyaha baranezerwa, kandi bakaronka umugisha n'umukiro.

26Uguhaye igisubizo cy'ukuri, aba aguhobeye agusoma.

27Banza ukiranuke n'imirimo y'igasozi, utunganye imirima yawe, hanyuma uzabone
kubaka inzu yawe.

28Ntugashinje mugenzi wawe nta mpamvu, wakwiyemeza se kubeshyeshya umunwa
wawe?

29Ntuzavuge ngo «Uko yangenje, ni ko nzamugenzereza! Buri wese nzamwitura ibyo
yangiriye !»

30Nanyuze hafi y'umurima w'umunebwe, warimo imizabibu y'uwo munyabwenge
buke.

31Nasanze wararariyemo ikigunda, wuzuyemo amahwa, n'uruzitiro rw'amabuye
rwarasenyutse.

32Jyewe naritegereje, ndatekereza, ndareba, maze nkuramo iyi nyigisho:

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

33«Urasinzira gato, ugahwekera, ukipfumbata kugira ngo usinzire;

34nyamara ubwo ubukene n'ubutindi biba birekereje, bikagutera nk'umujura w'ingufu.»

## Imigani 25

### IGICE CYA KABIRI CY'IMIGANI YA SALOMONI

1Dore indi migani ya Salomoni, uko yakusanijwe n'abantu ba Hezekiya, umwami wa Yuda.

2Ikuzo ry'Imana ni ukugira ibanga, naho iry'abami ni ugucengera ibintu.

3Uko nta we uzi ubujyejuru bw'ikirere n'ubujyakuzimu bw'isi, ni na ko imitima y'abami idashobora gusesengurwa.

4Iyo feza uyikijije ibishunga, iza iyunguruye neza;

5nukura umugome imbere y'umwami, ingoma ye izaganzamo ubutabera.

6Ntukibonekeze imbere y'umwami, cyangwa ngo ufate icyicaro cy'abakomeye,

7kuko byaruta ko bakubwira ngo «Tambuka uze hano », aho gusuzugurirwa imbere y'igikomangoma.

8Ibyo amaso yawe yabonye, ntukihutire kubijyana mu rubanza; none se amaherezo wabigenza ute, mugenzi wawe aramutse agutsinze?

9Uzajye uburana na mugenzi wawe, ariko wirinde kugira uwo umenera ibanga,

10hato batazabimenya bakakugaya, maze ugata agaciro burundu.

11Ijambo rivugiwe igihe, ni nk'ikirezi cya zahabu gitakishije feza.

12Inama umunyabuhanga agira umwumva, ni nk'impeta cyangwa umutamirizo bikoze muri zahabu.

13Nk'uko amafu yo mu mpeshyi ashimisha abasaruzi, ni ko intumwa y'indahemuka imeze; koko rero, isusurutsa umutima wa shebuja.

14Umuntu uhora asezerana ntagire icyo atanga, asa n'ibicu n'umuyaga bitavamo imvura.

15Kutarambirwa bituma umuntu yigarurira umucamanza, kandi ururimi rucisha make ruvuna igufa.

16Ese ufite ubuki? Uryeho ubuguhagije, nurenza urugero, uzaburuka.

17Uzajye usura mugenzi wawe rimwe na rimwe, kuko nakurambirwa, azakwanga.

18Umuntu ushinja ibinyoma mugenzi we, amubabaza nk'ubuhiri, inkota cyangwa

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

umwambi utyaye.

19Kwiringira umugambanyi amakuba yaje, ni nko kwizera iryinyo ryaboze cyangwa ikirenge gicumbagira.

20Kuririmbira umuntu wishavuriye, ni nko gusuka siki ku gisebe, cyangwa kwiyambura ikoti mu mbeho.

21Niba umwanzi wawe ashonje, muhe umugati wo kurya, niba afite inyota, umuhe amazi anywe;

22ubwo uzaba usa n'umurahurira ibishirira ku mutwe , kandi Uhoraho azabikwitura.

23Uko umuyaga wo mu majyaruguru uzana imvura, ni na ko akarimi kazimura gatera abantu ishavu.

24Biraruta kwinugika mu ngombe iri mu rugo, aho kubana mu nzu n'umugore w'umunyamahane.

25Inkuru nziza iturutse mu gihugu cya kure, isa n'amazi afutse mu muhogo wakakaye.

26Intungane idohoka kubera umugome, ni nk'iriba ry'ibirohwa cyangwa isoko banduje.

27Si byiza kurya ubuki bwinshi, cyangwa guharanira ikuzo rihanitse.

28Umuntu utitangira muri kamere ye, ameze nk'umugi wasenyutse utagira inkike.

## Imigani 26

1Urubura mu mpeshyi, imvura mu isarura, byombi ntibikwiye; nkanswe icyubahiro ku mupfayongo.

2Nk'uko igishwi gihunga, cyangwa intashya ikaguruka, ni na ko umuvumo w'amaherere udahama.

3Ikiboko gikwiriye ifarasi, icyuma gikwiriye akanwa k'indogobe; inkoni zo zibereye ibitugu by'umupfayongo!

4Ntugasubize umupfayongo ukurikije ubusazi bwe, hato utazavaho umera nka we.

5Ujye usubiza umupfayongo ukurikije ubusazi bwe, hato atazibeshya ko yabaye umunyabuhanga.

6Utumye umupfayongo, aba yigoreye ubusa, ni nk'aho yakubise amaguru y'ubusa.

7Uko amaguru y'ucumbagurika aba adashinga, ni na ko umugani uvuzwe n'igicucu uba udafashe.

8Guha umupfayongo icyubahiro, ni nko gupfunyika ibuye mu muhumetso.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Umugani uvuzwe n'umupfayongo, ni nk'ihwa rihanda mu kiganza cy'umusinzi.

10Ukoresha umupfayongo cyangwa umusinzi, aba ari nk'umurashi w'umuheto ukomeretsa abihitira bose.

11Uko imbwa isubira ku birutsi byayo, ni na ko umupfayongo akomera ku busazi bwe.

12Ese wabonye umuntu wirata ko ari umunyabuhanga? Uwo nguwo we, wakwizera ko n'umupfayongo azabumutanga.

13Umunebwe aravuga ati «Mu nzira hari ikirura! Mu mayira hari intare!»

14Uko urugi rwihindukiza ku mapata yarwo, ni na ko umunebwe yihindukiza ku buriri bwe.

15Umunebwe ashora ikiganza ku mbehe, bikamunanira kukigarura ku munwa.

16Umunebwe yibwira ko arusha ubuhanga abantu barindwi basubizanya ubushishozi.

17Kwivanga mu ntonganya z'abandi, ni nko gukurura amatwi y'imbwa yigendera.

18Hari usa n'umuntu wihindura umusazi, akajugunya amafumba yaka, akarasa n'imyambi yica!

19Ni wa wundi ubeshya mugenzi we, agahindukira, akavuga ngo «Nikiniraga!»

20Iyo umuriro ubuze inkwi, urazima, kandi iyo inzimuzi zidahari, intonganya zirahosha.

21Nk'uko umuntu yongera amakara mu ziko n'inkwi mu muriro, ni na ko umunyamahane asembura intonganya.

22Amagambo y'inzimuzi araryoha, kandi ashyika ku nkingi z'umutima.

23Amagambo meza avuye ku mutima mubi, ni nk'ibishunga bya feza bitatse ku rujyo.

24Uwangana ahorana amagambo areshya, ariko mu mutima we aba abitsemo ikinyoma;

25nakuzanaho imvugo nziza, ntukamwizere, kuko umutima we uba wuzuye amahano.

26N'aho urwango rwe rwakwikingiranya mu buryarya, amaherezo umugome azatahurwa imbere ya bose.

27Ucukura urwobo azarugwamo, kandi ushungura ibuye, ni we rizagarukaho.

28Ururimi rubeshya rwanga abo rwahemukiye, kandi umunwa w'indyarya ukurura urupfu.

## Imigani 27

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1Ntukiringire iby'ejo, kuko utazi icyo uyu munsi uhaka.

2Aho kwirata, waratwa n'abandi; washimwa n'umuvantara aho kwishima ubwawe!

3Ibuye riraremera, n'umucanga ni uko, ariko umujinya w'umusazi ubirusha byombi!

4Uburakari butera urugomo, umujinya wo ugahurura nk'isuri, ariko se ni nde wakwihanganira ishyari?

5Intonganya zeruye ziruta ubucuti buhishe.

6Incuti y'indahemuka ntizatindiganya kuguhana, ariko umwanzi agusoma akubeshya.

7Akanwa kahaze kinemfaguza ibinyagu by'ubuki, ariko iyo inda ishonje, n'icyaruraga kirayiryohera.

8Umuntu uhunze igihugu cye, aba ameze nk'igishwi gitaye icyari cyacyo.

9Amavuta n'imibavu binezeza umutima, kandi incuti ituje irasusurutsa kurusha inama wakwigira.

10Ntuzatererane incuti yawe cyangwa incuti ya so, ntuzirukire ku muvandimwe wawe mu gihe cy'amakuba; umuturanyi uri bugufi aruta umuvandimwe uri iyo gihera.

11Mwana wanjye, urabe umunyabuhanga, unezeze umutima wanjye, bityo nshobore gusubiza untuka.

12Umunyabwenge abona icyago akihisha, naho injiji zikakiyahuraho, zikabizira.

13Fata umwenda we, kuko yishingiye uwo atazi, umwake ingwate kuko yemarariye abavantara!

14Umuntu nazinduka arangurura ijwi aha umugisha mugenzi we, ibyo bizitwa ko amuvumye.

15Umugore w'ingare asa n'umutonyi ujojoba ubutitsa imvura yaguye;

16gushaka kumutangira, ni nko gufata umuyaga, cyangwa kuyoza amavuta intoki.

17Icyuma gityazwa n'icyuma, n'umuntu anoza imyifatire ya mugenzi we.

18Uwita ku giti cy'umutini azarya imbuto zacyo, kandi urinda shebuja, na we azabishimirwa.

19Nk'uko amazi agaragaza ishusho y'uyarebamo, ni na ko umutima w'umuntu uranga nyirawo.

20Nk'uko ikuzimu no mu nyenga hadahaga, ni na ko amaso y'umuntu adahaga kurora.

21Uruganda rutunganya feza, itanura rigatunganya zahabu, ariko umuntu ashimirwa

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

imyifatire ye.

22N'iyo wasekurira umupfayongo mu isekuru, mbese nk'uko umuhini umenagura ingano, ubusazi bwe ntibwamuvaho.

23Uzajye umenya uko amatungo yawe ameze, wite ku mashyo yawe;

24kuko ubukire budahoraho iteka, ndetse n'ikamba ry'abami ntirihererekanywa ubuziraherezo.

25Jya utema ubwatsi maze ubundi butohe, wahire n'ubwo ku misozi;

26intama zawe zizakwambike ubwoya bwazo, naho amasekurume uyaguremo akarima;

27ihene zawe zizakamwe cyane zigutunge, hamwe n'umuryango wawe n'abaja bawe.

## Imigani 28

1Umugome ahunga nta we umwirukanye, ariko intungane ni nk'icyana cy'intare, nta cyo zikanga.

2Iyo igihugu kivumbagatanyije, abategetsi baba benshi, ariko umuntu w'umuhanga kandi uzi ubwenge aragicubya.

3Umukene ukandamiza abanyantege nke, ni nk'imvura y'umuriri igwa, abantu bakabura ikibatunga.

4Abica amategeko bogagiza umugiranabi, naho abayakurikiza, bakamurakarira.

5Inkozi z'ibibi ntizumva ubutabera, ariko abashaka Uhoraho bumva byose.

6Umukene urangwa n'umurava aruta umukire uzwiho uburyarya.

7Ukurikiza itegeko aba ari umwana uzi ubwenge, naho uwuzura n'ibyomanzi akoza se ikimwaro.

8Uwongera umutungo we yaka inyungu z'agakabyo, aba awurundira undi uzagirira impuhwe abakene.

9Uwica amatwi ngo atumva itegeko, n'isengesho rye riba riteye ishozi.

10Uyobya intabera mu nzira mbi, azagwa mu rwobo yicukuriye ubwe, naho ab'intungane bazahirwa.

11Umukire yibwira ko ari umunyabuhanga, ariko umukene uzi ubwenge akamutahura.

12Iyo intungane zanezerewe, biba ari ibirori, ariko iyo abagome bahagurutse, buri wese arahunga.

13Uhisha ibyaha bye, ntakizamuhira, ariko ubyanga akabyicuza, azababarirwa.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14Hahirwa umuntu uhora akenga, naho unangira umutima we azagwa mu makuba.

15Umutware mubi ukandamiza imbaga y'abanyantege nke, ni nk'intare itontoma cyangwa ikirura gishonje.

16Umutware utagira ubwenge akunda guhuguza, uwanga indamu mbi ni we uzaramba.

17Umuntu wahamwe n'amaraso y'uwo yishe azahunga arinde apfa, ntihazagire umutangira.

18Ugendana umurava azakizwa, indyarya yo inyura inzira ebyiri, imwe ikazayigwamo.

19Uhinga umurima we azabona ikimutunga ahage, naho ukurikirana amateshwa azatindahara.

20Umuntu uvuga ukuri azahundagazwaho imigisha, naho uwihutira gukira azahanwa.

21Nta bwo ari byiza kubera umuntu mu rubanza, ariko hari abacumura batyo kubera igisate cy'umugati.

22Umuntu ararikira yiruka inyuma y'ubukire, ariko ntamenye ko ari ubutindi bumutegereje.

23Ucyaha abandi amaherezo aratoneshwa, kurusha ubarata agakabya.

24Ucuza se na nyina akavuga ngo «Si icyaha», nta ho atandukaniye n'umujura.

25Umunyamururumba abyutsa intonganya, ariko uwiringira Uhoraho azatengamara.

26Uwiringira ubwenge bwe gusa, aba ari umupfayongo, naho uwitwarana ubuhanga, nta kizamuhungabanya.

27Uha abakene ntazigera akena, ariko utabareba azavumwa cyane.

28Iyo abagome bahagurutse, buri wese arihisha, ariko iyo barimbutse, intungane ziragwira.

## Imigani 29

1Umuntu bahana agashinga ijosi, nta kabuza azavunika atunguwe.

2Iyo intungane zigwiriye, abantu barishima, naho iyo umugiranabi atwara, rubanda bacura imiborogo.

3Ukunda ubuhanga ashimisha se, naho ugenda mu ndaya atagaguza ibintu bye.

4Umwami w'intabera atengamaza igihugu cye, naho uwaka imisoro y'ikirenga aragisenya.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5 Umuntu urata mugenzi we akabya, aba amushyize umutego mu maguru.

6 Icyaha cy'umugiranabi ni umutego azafatirwamo, naho intungane irishima ikavuza impundu.

7 Intungane ihangayikwa n'amagorwa y'abakene, naho umugome ntakozwa ubumenyi.

8 Abasekanyi batera impagarara mu mugi, ariko abanyabuhanga bahosha uburakari.

9 Iyo umunyabuhanga aburana n'umupfayongo, yaba arakaye cyangwa se aseka, ntashobora kumugusha neza.

10 Abantu b'abicanyi banga umunyamurava, naho ab'intabera baramushakashaka.

11 Umupfayongo yasasa umujinya we, naho umunyabuhanga arawubundikira, akawucubya.

12 Iyo umutware yita ku mazimwe, abayoboke be bose baba abagome.

13 Umukene n'umugiranabi bafite icyo bahuriyeho, Uhoraho ni we umurikira amaso yabo bombi.

14 Umwami ukemura imanza z'abakene acishije mu kuri, ingoma ye yashinze imizi burundu.

15 Inkoni no gucyaha bitoza ubuhanga, naho umusore batereye iyo, akoza nyina isoni.

16 Iyo abagome biyongera, icyaha cyiha intebe, ariko intungane zizababona barimbuka.

17 Hana umuhungu wawe, uzagira amahoro, kandi azagutera ibyishimo ku mutima.

18 Iyo abahanuzi babuze, imbaga yiberaho uko ibonye, ariko ukurikiza itegeko azahirwa.

19 Nta bwo amagambo ari yo ahana umucakara, n'iyo yayumvise, ntayitaho.

20 Ese ujya witegereza umuntu wihutira kuvuga? Uwo nguwo we, wakwizera ko n'umupfayongo azamutanga kuri byinshi.

21 Niba umucakara ateteshejwe kuva mu bwana, amaherezo azigomeka.

22 Umuntu w'umunyamushiha akurura intonganya, umunyamwaga akagwiza ibicumuro.

23 Ubwirasi bw'umuntu buzamutesha agaciro, naho ufite umutima wiyoroshya azakuzwa.

24 Usangira n'igisambo aba yiyanga ubwe, yumva imivumo bagitongera, akinumira.

25 Gutinya abantu birimo umutego, naho uwiringira Uhoraho ntazahungabana.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

26Benshi baharanira ubutoni ku mutware, ariko Uhoraho ni we uha buri wese ikimukwiye.

27Intungane ziterwa ishozi n'umugiranabi, umugome agatera isoni abanyamurava.

## Imigani 30

### AMAGAMBO YA AGURI

1Amagambo ya Aguri, mwene Yake, w'i Masa. Uwo muntu ni we wivugiye ati Mana yanjye, ndananiwe! Ndananiwe, Mana yanjye, ndarushye.

2Koko rero, nta muntu undusha ubucucu, kandi nta bwenge bw'abantu ngira;

3sinatojwe ubuhanga, n'ubumenyi bwa Nyir'ubutungane simbuzi.

4Ni nde wazamutse mu ijuru akagaruka? Ni nde wapfumbase umuyaga mu biganza bye? Ni nde wapfunyitse amazi mu gishura cye? Ni nde washinze imbago z'isi? Izina rye ni irihe kandi umuhungu we yitwa nde? Wowe uramuzi!

5Ijambo ry'Uhoraho rikwiye kwizerwa, umwiringiye rimubera ingabo imukingira.

6Ntuzagire icyo wongera ku magambo ye, hato atazaguhana, ugatahurwaho ikinyoma.

7Hari ibintu bibiri nkwisabiye, ntuzabinyime mbere y'uko mpfa:

8uzandinde ikinyoma n'uburyarya, undinde ubutindi cyangwa umurengwe, ahubwo ungenere ikintunga gihagije,

9ejo ntazarengwa ngahemuka, mvuga ngo «Uhoraho ni nde?» cyangwa natindahara nkiba, ngasuzuguza izina ry'Imana yanjye.

10Ntuzasebye umugaragu kuri shebuja, hato atazakuvuma bikakokama.

11Hari ubwoko bw'abantu buvuma se, batigeze kwifuriza nyina umugisha;

12ubwoko bw'abantu bibwira ko ari abaziranenge, kandi batarahanaguweho ibicumuro byabo;

13ubwoko bw'abantu b'indoro y'ubwirasi, barangwa n'amaso y'agasuzuguro;

14ubwoko bw'abantu b'amenyo y'inkota n'urwasaya rw'icyuma, batanyagurisha abanyantege nke ku isi, n'abakene mu bantu.

### IMIGANI Y'IMIBARE

15Umusundwe ufite abakobwa babiri bawubwira ngo «Duhe, duhe !» Hari ibintu bitatu by'indahaga, hakaba ndetse bine bitigera bivuga ngo «Ndanyuzwe!»

16Ibyo ni inyenga y'ikuzimu, inda y'ingumba, ubutaka budahaga amazi, ndetse n'umuriro utigera uvuga ngo «Ndanyuzwe!»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17Ijisho ry'umuntu useka se, akannyega ubukecuru bwa nyina, ibikona byo mu gasozi
bizaritobagura, maze ibyana bya kagoma biriyongobeze.

18Hari ibintu bitatu bindenze, hakaba na bine ntazi:

19uko kagoma iguruka mu kirere, uko inzoka igenda ku rutare, uko ubwato bwoga
mu mazi, n'ikiyobora umugabo ku mugore ukiri inkumi.

20Dore uko imyifatire y'umugore w'umusambanyi imeze: ararya, akihanagura ku
munwa, ubundi akavuga ati «Nta kibi nakoze!»

21Hari ibintu bitatu bihindisha isi umushyitsi, hakaba na bine idashobora
kwihanganira.

22Ni ibi: umucakara wimye ingoma, umupfayongo warenzwe ibiryo,

23umugore usendwa akabona umugabo, n'umuja usubira mu kiryamo cya nyirabuja.

24Hari ibintu bine birusha ibindi ubuto ku isi, ariko bikaba inyaryenge mu zindi.

25Ni intozi zitagira imbaraga, ariko ku mpeshyi zigahunika ibizazitunga;

26n'impereryi na zo zitagira ingufu, ariko zigacukura indaro yazo mu rutare.

27Hari n'inzige zitagira umwami, ariko zikagendera ku murongo uboneye;

28hakaba n'umuserebanya bashobora gufatisha intoki, ariko ugatura mu ngoro
z'umwami.

29Hari n'ibindi bitatu bifite umubyimba unoze, hakaba na bine birangwa n'ingendo
nziza:

30hari intare y'intwari mu nyamaswa, kandi ntigire icyo ihunga kibaho;

31hari rusake igenda ishinjagira, cyangwa se ruhaya; hakaba n'umwami iyo ashoreye
ingabo ze.

32Niba warigannye umupfayongo, wowe ubwawe ukikuza, nubitekerezaho, uzahite
ufunga umunwa wawe;

33kuko iyo ucunze amata abyara amavuta, wakanda izuru rikava amaraso, kandi
wasembura umujinya ukabyara intonganya.

## Imigani 31

### AMAGAMBO YA LEMUWELI

1Ngaya amagambo Lemuweli , umwami wa Masa, yatojwe na nyina:

2Umva, mwana wanjye, mwana nibyariye! Nkubwire iki se, mwana namye nsaba
Imana?


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Ntuzategeze ubusore bwawe abagore, cyangwa ngo wishinge indaya zoreka n'abami.

4Lemuweli we, dore ibitabereye abami: abami ntibakwiye kunywa divayi, n'ibikomangoma ngo birarikire inzoga zihiye,

5kugira ngo batanywa bakibagirwa ibyategetswe, maze bakaburizamo imanza z'abakene bose.

6Inzoga ihiye, mujye muyiha uri burimbuke, divayi na yo muyihe ufite intimba ku mutima;

7bityo azanywa yibagirwe amagorwa ye, yoye kwibuka umuruho we!

8Ujye uvuganira ikiragi, wite ku batagira kivurira,

9wature, uce imanza mu butungane, maze usubize abakene n'abatishoboye uburenganzira bwabo.

## IGISINGIZO CY'UMUGORE W'UMUTIMA

***Alefu***

10Umugore w'umutima azabonwa na nde ? Ko asumbije agaciro amasaro meza!

***Beti***

11Umugabo we amwiringira abikuye ku mutima, maze agakunda agatunganirwa.

***Gimeli***

12Uwo mugore aramunezereza, na rimwe ntajya amutenguha, iminsi yose y'ubuzima bwe.

***Daleti***

13Ashakashaka ubudodo n'ubuhivu bworoshye, maze intoki ze zigashishikarira kuboha.

***He***

14Amera nk'amato y'abacuruzi, ibimutunga akabikura kure.

***Vawu***

15Abyuka kare butaracya, agateganya ifunguro ry'abo mu rugo, akabona gukwiza imirimo mu baja.

***Zayini***

16Yaba abonye umurima umushimishije akawugura, akawuteramo imizabitu ibyawe n'urwunguko rw'imirimo ye.

***Heti***

17Arakenyera agakomeza, ahasigaye agakora atikoresheje.


© 2012, Bible Society of Rwanda.

*Teti*

[18]N'ubwo abona ibintu bye bigenda neza, na nijoro itara rye riba ryaka akora.

*Yodi*

[19]Ikiganza cye agicyamurira ku rubohero, maze intoki ze zigasingira ikizingo cy'ubudodo.

*Kafu*

[20]Amaboko ye ayaramburira abakene, akagirira ubuntu ababuraniwe.

*Lamedi*

[21]Ntajya yikanga imbeho y'itumba, kuko abo mu nzu ye bose bambaye ibisusurutse.

*Memu*

[22]Ubwe yibohera ibiringiti, umwambaro we ni hariri inoze y'umuhemba.

*Nuni*

[23]Umugabo we yubahwa mu nama y'abakuru, iyo yicaranye n'abasheshe akanguhe b'ako karere.

*Sameki*

[24]Aboha imyenda akayigurisha, n'umucuruzi uhita akamuguraho imikandara.

*Ayini*

[25]Umwete n'umurava ni byo bimuranga, maze ibihe bizaza akabirebana agatwenge.

*Pe*

[26]Agira ubwitonzi iyo ajya kuvuga, agatanga inama zuje urugwiro.

*Tsade*

[27]Akurikirira hafi iby'urugo rwe, maze ntakunde kwicara nta cyo akora.

*Kofu*

[28]Abahungu be burabahagurutsa bakamushima, umugabo we akamuvuga ibigwi.

*Reshi*

[29]Ati «Hari abakobwa benshi bagize ubutwari, ariko wowe wabarushije bose!»

*Shini*

[30]Ikimero kirashukana n'uburanga bugashonga, ahubwo umugore utinya Uhoraho ni we ukwiye kuratwa.

*Tawu*

[31]Mujye mumwegurira ibyavuye mu kuboko kwe, kandi aratirwe mu ruhame ibyo yakoze!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Umubwiriza

## Umubwiriza 1

1Dore amagambo ya Koheleti, mwene Dawudi, umwami w'i Yeruzalemu.

2Koheleti yaravugaga ati: Ibintu ni ubusa, ni ubusabusa koko, byose ni ubusa!

3Ni iyihe nyungu umuntu akura mu miruho yose imushengurira kuri iyi si?

### Ibintu bihora ari bya bindi

4Igisekuru kirahita, ikindi kigataha, nyamara isi yo ikomeza kubaho.

5Izuba rirarasa, nyuma rikarenga, maze rikihutira gusubira aho rizongera kurasira.

6Umuyaga uhuhira mu majyepfo, ugahindukirira mu majyaruguru, nyuma ukazenga
ukazenguruka, amaherezo ugakomeza inzira yawo.

7Inzuzi zose zisuka mu nyanja, ariko inyanja ntijya yuzura. Nyamara na zo
ntizihwema kujya iyo zijya.

8Ibintu byose ugasanga birambiranye, ku buryo umuntu atabona uko abivuga;
nyamara ariko ijisho ntirihaga kubireba, n'ugutwi ntikurambirwa kubyumva.

9Ibyahozeho, ni byo bizakomeza kubaho; ibyakozwe ni byo bizakomeza gukorwa,
ugasanga nta kintu gishyashya cyaduka ku isi.

10Hari ubwo haba ikintu bakavuga ngo «Dore kiriya ni gishya!» burya na cyo kiba
cyarabayeho mu binyejana byahise.

11Gusa nta rwibutso rw'ibyakera dusigarana, nk'uko n'iby'ubu nta rwo bizasigira
ibihe bizaza.

### Akumiro ka Salomoni

12Jyewe, Koheleti, nabaye umwami wa Israheli, nganje i Yeruzalemu.

13Nashatse gushishozanya ubuhanga ibikorerwa mu nsi y'ijuru byose, nsanga
umurimo Imana yashinze abantu utoroshye.

14Nitegereje ibikorerwa ku isi, nsanga byose ari ubusabusa, bikaba ari ukwiruka
inyuma y'umuyaga.

15Icyagoramye ntigishobora kugororoka, kandi ibibuze ntibigira ingano.

16Ubwo nahise nibwira mu mutima, nti «Dore mfite ubushishozi busumbye
ubw'abambanjirije i Yeruzalemu bose, n'umutima wanjye nawutoje ubumenyi
n'ubuhanga.

17Nitondeye gusobanukirwa ubumenyi n'ubuhanga, kumenya ubugoryi n'ubusazi;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ibyo na byo nasanze ari ukwiruka inyuma y'umuyaga.

18Koko rero, ubuhanga bwinshi bubyara agahinda kenshi, naho ubumenyi bukabije bugakurura imibabaro.»

## Umubwiriza 2

1Naribwiye mu mutima, nti «Ngiye kwishimisha, ninezeze», na byo nsanga ari ubusa.

2Guseka nabonye ari nta cyo bivuze, kwishima nsanga ari nta kamaro.

3Nashatse gushimishiriza umubiri wanjye muri divayi, ariko umutima wanjye ugakomeza guhugukira ubuhanga; nshaka kwigira umusazi nk'abandi ngo aha nanyurwa no gukora ibyo abandi bose bakora ku isi igihe bakiriho.

4Nageze ku bikorwa bihambaye, nubatse ingoro, ntera n'imizabibu.

5Nihangiye ubusitani, nshaka amasambu nyateramo ibiti by'imbuto z'amoko yose,

6kandi mfukura amariba y'amazi yo kubivomerera.

7Natunze abagaragu n'abaja ngo bankorere; ntunga amatungo maremare n'amagufi, nyarusha abambanjirije i Yeruzalemu bose.

8Narunze zahabu na feza, umutungo w'abami n'uw'ibihugu ndawigarurira. Nari mfite abaririmbyi n'abaririmbyikazi, nkagira n'abagore benshi, kuko ari bo batera abagabo guhimbarwa.

9Narakomeye cyane kuruta abambanjirije i Yeruzalemu bose, kandi ngumana ubuhanga bwanjye.

10Icyo amaso yanjye yifuzaga cyose, narakiyahaye; umutima wanjye, nta cyo nigeze nywima kiwushimisha. Koko rero, umutima wanjye wanejejwe n'ibyo nakoze byose; iyo iba ari yo ngororano yanjye mu mvune zose nagize.

11Ariko nasubije amaso inyuma, nitegereza ibikorwa byose nagezeho, nzirikana n'umuruho byanteye, maze ndavuga nti «Byose ni ubusabusa, bikaba ari ukwiruka inyuma y'umuyaga; ku isi nta nyungu na busa ihaba.»

12Ubwo rero, nahise nongera kuzirikana ku buhanga, ku bucucu n'ubusazi. Koko se, uzasimbura umwami azakora iki kindi? Azakora ibyariho na mbere hose.

13Nasanze ubuhanga ari bwo bufite akamaro kurusha ubusazi, nk'uko urumuri ruruta umwijima.

### Umunyabuhanga n'umusazi bapfa rumwe

14Umunyabuhanga amenya iyo ajya, naho umusazi akagenda afuragurika; ni byo koko, nyamara bombi bazapfa rumwe.

15Noneho ndibwira nti «Ko mpfuye rumwe n'umusazi, ubu buhanga bwose bumariye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

iki?» Nibwira mu mutima ko ibyo na byo ari ubusa.

16Koko kandi nta rwibutso rudasibangana umunyabuhanga cyangwa umusazi basiga, kuko iyo bapfuye, bucya kabiri bombi bamaze kwibagirana. Mbega ishyano kubona umunyabuhanga apfa kimwe n'umusazi!

17Ubuzima ndabuzinutswe, kuko mbona ibikorerwa ku isi biteye agahinda; byose ni ubusabusa, bikaba ari ukwiruka inyuma y'umuyaga.

### Umuruho w'umuntu ntawuhemberwa

18Nazinutswe imiruho yose nagiriye ku isi, kuko ibyo nagezeho nzabisigira uzansimbura;

19azaba se ari umunyabuhanga cyangwa umusazi? Nyamara, azegukana ibyo nagokeye ku isi byose, n'ubuhanga bwose nabikoranye; ibyo na byo ni ugukorera ubusa.

20Nareba imiruho yose nagiriye kuri iyi si, nkumva ncitse intege!

21Kubona umuntu wakoranye ubuhanga n'ubwitonzi bikamuhira, hanyuma agasangira ibye n'undi utarigeze abivunikira, na byo ni ukuruhira ubusa.

22Ubwo se koko aba yararuhiye iki? Yaragokeye iki? Afite nyungu ki mu byo yaruhiye ubuzima bwe bwose?

23Iyo minsi itabaze y'imiruho, uko guhangayikira ibintu, uko kurara utagohetse, na byo ni ukuvunikira ubusa!

24Ikibereye umuntu, ni ukurya no kunywa, akanezezwa n'umurimo akora. Kandi ibyo nasanze bitangwa n'Imana;

25kuko ntawashobora kurya cyangwa ngo agire ikimushimisha itabimuhaye.

26Koko rero, ushimisha Imana, imuha ubuhanga, ubumenyi n'ibyishimo; naho abanyabyaha ibagenera umurimo wo kurunda no guhunika ibizahabwa abayinyura. Ibyo na byo ni ukuruhira ubusa, bikaba ari ukwiruka inyuma y'umuyaga.

## Umubwiriza 3

### Ikintu cyose kigira umwanya wacyo

1Ku isi, buri kintu kigira umwanya wacyo n'igihe cyacyo:

2Hari igihe cyo kubyara, n'igihe cyo gupfa; hari igihe cyo gutera urugemwe, n'igihe cyo kururandura;

3hari igihe cyo kwica, n'igihe cyo gukiza; hari igihe cyo gusenya, n'igihe cyo kubaka;

4hari igihe cyo kurira, n'igihe cyo guseka; hari igihe cyo kuganya, n'igihe cyo kubyina;

5hari igihe cyo gutera amabuye, n'igihe cyo kuyatora; hari igihe cyo guhoberana,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'igihe cyo kwirinda guhoberana;

6hari igihe cyo gushakisha, n'igihe cyo gutakaza; hari igihe cyo kubika, n'igihe cyo kujugunya;

7hari igihe cyo gutabura, n'igihe cyo kudoda; hari igihe cyo guceceka, n'igihe cyo kuvuga;

8hari igihe cyo gukunda, n'igihe cyo kwanga; hari igihe cyo cy'intambara, n'igihe cy'amahoro.

### Ibintu ni amayobera

9Inyungu y'umuntu ukora yiyuha akuya ni iyihe?

10Nitegereje umurimo Imana yahaye bene muntu ngo bawusohoze.

11Nasanze ibyo yaremye byose biberanye n'igihe cyabyo; yahaye abantu kumenya ibyahise n'ibizaza, ariko badashobora gusesengura ibikorwa by'Imana byose uko bingana.

12Nasanze ibyiza kuri bo ari ukwishimisha, bakishakira umunezero bakiriho.

13Koko kandi, iyo umuntu ariye, akanywa, agashimishwa n'ihirwe yavunikiye, na byo ni ingabire y'Imana.

14Nasanze ibikorwa by'Imana biramba ubuziraherezo, nta kigomba kongerwaho, habe ngo hari n'icyo wagabanyaho. Imana ikora ityo kugira ngo bayitinye.

15Ibiriho ubu, na mbere byariho, n'ibizabaho bizaba byarahozeho; Imana ihora igarura ibyahozeho.

### Byose bimarwa n'urupfu

16Dore ibindi nabonye ku isi: ubugome bwahawe intebe aho bacira imanza, n'umubisha yimura intungane mu cyicaro.

17Naribwiye mu mutima nti «Intungane n'umugome, Imana izabacira urubanza, kuko ikintu cyose gifite igihe cyacyo, n'igikorwa cyose kikazacirwa urubanza rugikwiye.»

18Mu mutima wanjye, dore icyo navuze ku bantu: Imana ishaka kubagerageza, bityo ikabumvisha ko na bo ubwabo ari ibikoko.

19Koko rero, amaherezo y'abantu n'ay'ibikoko ni amwe: urupfu ni rumwe, impumeko ni imwe, kandi umuntu nta cyo asumbya igikoko, kuko byose ari ubusabusa.

20Ibintu byose bijya hamwe, byose biva mu gitaka, byose bisubira mu gitaka.

21Ni nde uzi niba umwuka w'abantu uzamuka ujya ejuru, maze uw'ibikoko ukajya hasi ikuzimu?

22Ubwo nabonye ko icyiza ku muntu ari ukunezezwa n'ibikorwa bye, kuko ari wo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mugabane we. Napfa se, ni nde uzamugarura kureba ibyo asize?

## Umubwiriza 4

### Abakene barakandamizwa

1Narongeye nitegereza akarengane kari ku isi, mbona amarira y'abakandamijwe, kandi bo nta we uyabahoza; ntibagira kirengera kuko ingufu zifitwe n'ababarenganya!

2Nahise nshima abapfu bamaze urwabo, kurusha abazima bakiriho.

3Abo bombi ariko, ubarusha ihirwe, ni utarabaho, kuko atarabona amarorerwa yo kuri iyi si!

### Ishyari mu bantu

4Jyewe nasanze imvune n'ibikorwa byiza umuntu ageraho, biterwa n'ishyari agirira mugenzi we. Ibyo na byo ni ubusa, bikaba no kwiruka inyuma y'umuyaga!

5Umupfayongo iyo yipfumbase, yiyangiriza umubiri.

6Urushyi rumwe rwuzuye ituze, ruruta amashyi yombi yuzuye umuruho wo kwiruka inyuma y'umuyaga.

7Jyewe narongeye mbona ikindi kidafite akamaro ku isi:

8nka nyakamwe, utagira uwe, nta mwana, nta muvandimwe, kandi ugasanga adahwema kwikota, agahora ararikiye gukira! Ariko akagera aho yibaza ati «Ubu uwo nduhira ni nde, nkarinda kwibuza umunezero?» Ibyo na byo ni ukugokera ubusa, bikaba n'umurimo w'impfabusa.

### Ibyago byo kuba nyakamwe

9Kubana muri babiri biruta kwibana wenyine, kuko umurimo wabo ugira icyo ugeraho;

10kandi iyo umwe aguye, undi aramubyutsa. Hagowe rero nyakamwe, utagira uwo bari kumwe, ngo nagwa amuramire!

11Nanone kandi iyo muryamye muri babiri, murashyuha, none se umuntu uryamye wenyine yashyuha ate?

12Igihe nyakamwe ashobora gutembagazwa n'umwanzi, iyo ari babiri baramunanira; ubundi kandi umugozi w'inyabutatu ucika bigoranye.

### Nta kwizera ko ingoma zihindura imirishyo

13Umusore ukennye kandi uzi ubwenge aruta umwami usazanye ubupfu, ntabe acyemera ko bamugira inama.

14Koko rero, n'aho uwo musore yafata ubutegetsi avuye mu buroko, cyangwa


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

akimikwa akiri umukene,

15nasanze abantu bose bo ku isi bahita bamushyigikira, kurusha wa mwami wishyizeho.

16Koko, abantu ayobora ntibabarika, nyamara abazaza nyuma ye, ntibazamwishimira. Ibyo na byo ni ukuruhira ubusa, bikaba no kwiruka inyuma y'umuyaga!

### Inama zerekeye gusenga

17Ujye ugenda witonze nugana ku Ngoro y'Imana, ujye wegera maze utege amatwi; ibyo biruta igitambo cy'abapfayongo, n'ubwo badatekereza ko bakora nabi.

## Umubwiriza 5

1Ntukihutire kubumbura umunwa, maze ngo umutima wawe uhubukire kurogombwa imbere y'Imana, kuko Imana iba mu ijuru, naho wowe ukaba ku isi; bityo rero ujye uvuga make.

2Koko rero, imiruho myinshi itera kurota, n'amagambo menshi agakurura amazimwe.

3Nuhigira Imana, ntugatinde kuzuza umuhigo wawe, kuko idakunda abapfayongo; icyo wahigiye, ujye ugikora.

4Kutagira umuhigo uhiga, biruta kuwuhiga ntuwurangize.

5Umunwa wawe ntuzatere umubiri wawe gucumura, kandi ntuzabwire intumwa y'Imana ngo «Nari nibeshye!» Ni kuki Imana yagomba kukurakarira kubera amagambo yawe, ikanayogoza ibikorwa byawe?

6Koko rero, imiruho myinshi itera kurota, naho amagambo menshi agakurura amatiku. None rero jya utinya Imana.

### Agakabyo mu butegetsi

7Nubona mu gihugu umukene akandamijwe, ukabona ubutabera n'ubutungane bititaweho, ntibizagutere inkeke; bazakubwira ko hejuru y'abakomeye haba hari ababarusha imbaraga, na bo kandi bakaba bazirushwa n'abandi.

8Bazitwaza igifitiye akamaro rubanda nyamwinshi, cyangwa kubahiriza umwami.

### Ubukungu na bwo ni ubusa

9Ukunda amafaranga, ntajya ayagwiza; ukunda iby'isi nta nyungu abivanamo. Ibyo na byo ni ukugokera ubusa.

10Ahuzuye ibintu, hagwira n'abaryi; ubwo se inyungu y'ubitunze ni iyihe uretse kubirebesha amaso gusa?

11Umukozi mwiza asinzira neza n'iyo yarya bike; ariko umukungu n'iyo yagwa ivutu


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ntagoheka.

12Hari ikintu kibabaje nabonye ku isi: kubona umuntu yaragwije umutungo, nyuma ukamushirana!

13Iyo uwo mutungo uhombye, umwana yabyaye asigara amara masa.

14Uko yagasohotse mu nda ya nyina yambaye ubusa, azasubirayo uko yaje; umuruho we wose nta cyo azawukuramo ngo akijyane.

15Na byo biteye agahinda, kubona uko yaje ari na ko agenda, ubwo se bimwunguye iki kubona yararuhiye ubusa?

16Ubundi kandi imibereho ye irangwa n'umwijima, agahinda, indwara n'impungenge nyinshi.

17Dore jyewe uko nabibonye: ikibereye umuntu ni ukurya no kunywa agaha umutima we ikivuye mu mvune ze, mu gihe cyose Imana yamutije ngo abeho; kuko ari wo mugabane we.

18Nanone kandi, umuntu Imana igabira umukiro n'ibintu, ikamuha kubirya no kubitunga, bityo agashimishwa n'ibyo yavunikiye, na byo ni ingabire y'Imana.

19Ubwo rero ntaba agihangayitswe n'imibereho ye, kuko Imana iba imwitayeho, ikamunezeza umutima.

## Umubwiriza 6

### Umukiro udatengamaza umuntu uba umaze iki ?

1Hari ikindi kibabaje nabonye ku isi, kandi gikomereye umuntu.

2Umuntu Imana yamugabiye umukiro, ibintu n'icyubahiro ; ntiyagira icyo abura mu byo umutima we wifuzaga byose. Nyamara ariko Imana ntimureka ngo abirye, ahubwo biribwa n'undi w'umuvantara! Ibyo na byo ni ukugokera ubusa, bikaba n'ibyago bibi.

3Nk'umuntu wabyara abana ijana, akaramba akabaho imyaka myinshi, umutima we ntunezerwe muri icyo gihe cyose, yaba apfuye akabura gihamba, ibyo byose byaba byaramumariye iki ? Ndemeza ko umwana upfuye akivuka aba amurusha ibyishimo.

4Koko rero, uwo mwana aba avuye mu mwijima, kandi aba agiye mu mwijima, n'izina rye rigahita risibangana.

5Nta n'ubwo aba yabonye izuba cyangwa ngo arimenye, bityo akaba arusha ituze uwarambiye ubusa.

6Mbese ariko n'iyo yabaho imyaka ibihumbi bibiri atigeze asogongera ku munezero, harya bose ntibajya hamwe

?

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Inama zinyuranye

7Imvune z'umuntu aziterwa n'inda ye, kandi ntijya ihaga na rimwe.

8None se icyo umunyabuhanga arusha umupfayongo ni iki ? Ni iyihe nyungu y'umukene uzi kwifata neza imbere y'abantu ?

9Ibyiza ni ugushimishwa n'ibyo ufite aho guhora urarikiye. Ibyo na byo ni ubusa, bikaba no kwiruka inyuma y'umuyaga.

10Ikiriho cyose kiba cyarahawe izina, tuzi n'umuntu icyo ari cyo, ko adashobora kujya impaka n'umurusha imbaraga.

11Koko rero amagambo menshi yongera amazimwe ; umuntu se ayakuramo nyungu ki ?

12Mbese ni nde wamenyera muntu ikimutunganiye mu buzima bwe, ko iminsi ye itagira shinge ihita bwangu nk'igihu ? Ni nde se koko uzamuhishurira ibizaza nyuma ye amaze gupfa ?

## Umubwiriza 7

### Ibintu ni amabanga

1Kuvugwa neza biruta amavuta y'igiciro, kandi umunsi wo gupfa uruta uw'amavuko.

2Aho kujya mu nzu y'ibirori wajya mu nzu y'abapfushije, kuko ari yo maherezo ngombwa ya buri muntu, kandi uriho wese akwiye kubizirikana.

3Agahinda karuta ibitwenge, kuko ijisho ribabaye ritera umutima kwibaza.

4Umutima w'umunyabuhanga uba mu nzu irimo agahinda, naho uw'umupfayongo ukaba mu nzu y'ibirori.

5Kumva umunyabuhanga agucyaha, biruta gutega amatwi indirimbo y'umupfayongo;

6kuko ibitwenge bye biba bimeze nk'amahwaaturagurikira mu nsi y'inkono itetse. Na byo ni ukugokera ubusa.

7Koko rero, inyota y'ubutegetsi ihinyuza umunyabuhanga, naho umutima uhawe iby'ubusa ugakurizaho guhemuka.

8Iherezo ry'ikintu riruta intangiriro yacyo; kwihangana bikaruta kwirata.

9Ntukihutire kurakara, kuko uburakari ari bwo buranga abapfayongo.

10Ntukibaze ngo «Bishoboka bite ko kera nari merewe neza kuruta ubu?» kuko icyo kibazo kitaba gishingiye ku buhanga.

11Ubuhanga ni bwiza nk'umurage, kandi bufitiye akamaro abatuye kuri iyi si.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12Koko kandi, uwisunze ubuhanga angana uwisunze feza; kandi akamaro k'ubumenyi, ni uko ubuhanga bubeshaho nyirabwo.

13Uzitegereze ibikorwa by'Imana: ni nde washobora kugorora icyo yahese?

14Ku munsi w'umunezero ujye wishima, naho ku uw'amakuba utekereze uti «Imana yabiremye byombi, kugira ngo umuntu adahishura ikizaba nyuma y'urupfu rwe.»

15Ibi byose nabibonye mu buzima bwanjye butagira shinge: hari intungane ikindukana n'ubutungane bwayo, nyamara ariko umugome akarambana n'ububisha bwe.

16Ntukabe intungane ngo ukabye, kandi ntukifate nk'umunyabuhanga ngo urenze urugero: ese waba wiyangiza ushaka iki?

17Ntugakabye ubugome cyangwa ngo usare: none se kuki warinda gupfa igihe kitaragera?

18Ni byiza gufata ikintu ariko n'ikindi utakirekuye, kuko utinya Imana, abitunganya byombi.

19Ubuhanga buha nyirabwo imbaraga ziruta iz'abatware cumi bari mu mugi.

20Koko rero, ku isi nta ntungane ihari ikora neza ntiyigere icumura.

21Ubundi kandi, ntukite ku mabwire, hato utazumva ko umugaragu wawe akuvuma.

22Ni koko, umutima wawe urabizi, nawe ubwawe kenshi wavumye abandi.

23Ibyo byose narabigerageje, mbigiranye ubuhanga. Naravuze nti «Ndifuza kuba umunyabuhanga!» ariko nasanze bindenze.

24Ibiriho biri kure, birahishe cyane; ni nde uzabihishura?

### Kamere y'umugore

25Mu mutima wanjye, jyewe nahagurukiye gushakashaka no gucengera ubuhanga n'ukuri kw'ibintu, nsanga ubugome ari ubucucu, naho ubusazi ari uguhangwaho.

26Nasanze umugore atera agahinda kurusha urupfu, kuko ubwe ari umutego, umutima we ukaba urushundura, n'amaboko ye akaba ingoyi. Umuntu ushimisha Imana aramurokoka, naho umunyabyaha abura uko amwiyaka.

27Dore rero ibyo jyewe, Koheleti, nabonye, maze gusuzuma ibintu kimwe kimwe, ngira ngo menye ukuri kwabyo.

28Ariko icyo umutima wanjye ushaka, nkaba ntarakibona ni iki: mu bagabo igihumbi, nabonyemo umwe uhamye, ariko mu bagore bose uko bangana, nabuzemo n'umwe.

29Dore rero ibyo nashoboye kubona: Imana yaremye abantu ari abanyamurava, noneho bo bihangira inzira nyinshi zibayobya.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Umubwiriza 8

### Inama zinyuranye

1 Ni nde wamera nk'umunyabuhanga, akamenya ukuri kw'ibintu? Ubuhanga bw'umuntu bumutera gucya mu maso, bukamumara umunya.

2 Uzubahirize itegeko ry'umwami kubera amasezerano wagiriye Imana.

3 Ntukihutire kuryitarutsa, cyangwa ngo wange kuva ku izima; kuko icyo umwami ashaka akigeraho,

4 kandi ijambo rye rikaba iteka ridakuka, hakaba nta wamutinyuka ngo agire ati «Urakora iki?»

5 Ukurikiza itegeko, nta kibi kimugeraho, kandi umutima w'umunyabuhanga uba uzi igihe uzacirirwa urubanza.

6 Ni koko, ikintu cyose gifite umwanya w'urubanza rwacyo, kuko ubugome bw'umuntu buzamugaruka.

7 Mu by'ukuri ntaba azi ibizaba, n'uko bizagenda; none se ni nde wabimuhishurira?

8 Nta muntu utegeka umwuka w'ubuzima, kugira ngo awubuze gushira, nta we utegeka umunsi w'urupfu, kandi nta wasonewe urwo rugamba, n'ubugome ntibukiza nyirabwo.

### Kwishimira ubuzima ufite

9 Ibyo byose nabibonye nitegereje ibibera ku isi, mu gihe umuntu akandamiza mugenzi we, ashaka kumugirira nabi.

10 Nabonye abagome bikoreye bajya kubahamba, bakabatambagiza umugi, bakiyibagiza ko bagize nabi. Ibyo na byo ni ubusa.

11 Kubera ko icyemezo cyo guhana ikibi kitaziraho, umutima w'abantu urarikira kugira nabi.

12 N'iyo umunyabyaha yacumuye incuro ijana, kandi akaramba, sinshidikanya ko ihirwe ari iry'abubaha Imana, kuko bayitinya.

13 Nyamara ariko umunyabyaha nta hirwe azagira, azahita vuba nk'igihu, kuko adatinya Imana.

14 Hari ikindi kintu cy'impfabusa ku isi: intungane zimwe zigira ibyago byagombaga kugwirira abanyabyaha, hakaba n'abanyabyaha baronka ibyiza byagombaga guhabwa intungane. Ndemeza ko n'ibyo ari amashyengo.

15 Jyewe rero nakunze ibyishimo, kuko nta kindi kinyura umuntu ku isi atari ukurya, akanywa hanyuma agatengamara. Ndetse iyaba ibyo yabihoranaga mu miruho ye yose, igihe agifite ubuzima Imana yamuhaye ku isi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Ibintu ni amayobera

16Nahagurukiye kumenya ubuhanga no gucengera ibikorerwa ku isi, nsanga umuntu atigera aruhuka haba ku manywa cyangwa nijoro;

17ubwo maze kwitegereza ibikorwa byose by'Imana, nahise ntahura ko nta washobora kumenya ibikorerwa ku isi, ko nta wasobanura impamvu umuntu atagera ku cyo avunikira. Ndetse n'umunyabuhanga wikekaho kumenya byinshi, na we ntashobora kubigeraho.

## Umubwiriza 9

### Umurava n'ubuhanga byombi ni ubusa

1Koko, ibyo byose umutima wanjye wabizirikanyeho maze nsanga intungane n'abanyabuhanga hamwe n'ibikorwa byabo, byose biri mu maboko y'Imana. Umuntu ntasobanukiwe n'urukundo cyangwa n'urwango.

2Kuri we byose ni amashyengo; kuko ari intungane n'umunyabyaha, ari utura ibitambo n'utigera abitura, ari umugiraneza n'umunyabyaha, ari upfa kurahira ari n'ubitinya, bose bapfa kimwe!

3Ni akaga k'urujijo kuri iyi isi, kubona abantu bose bagira iherezo rimwe. Ni yo mpamvu usanga imitima y'abantu isobetse amaganya, bati «Reka twisarire igihe tukiriho»; nyuma yaho bagapfa bakajya ikuzimu!

4Ukiri kumwe n'abandi ku isi aba agifite amizero, kuko «imbwa igihagaze, iruta intumbi y'intare».

5Abazima baba bazi ko bazapfa; abapfuye bo, nta cyo bazi, nta n'igihembo cyabo kibaho, kuko baba baribagiranye.

6Urukundo rwabo, inzangano zabo n'amashyari yabo, byose biba byarasibanganye; nta n'uruhare baba bazongera kugira mu bikorerwa ku isi.

7Genda urye umugati wawe mu byishimo, unywe divayi yawe mu munezero, kuko Imana yishimiye ibikorwa byawe.

8Igihe cyose imyambaro yawe izabe yererana, n'amavuta ntazigere abura ku mutwe wawe.

9Wishimane n'umugore ukunda igihe ukiriho muri ubwo buzima buyoyoka Imana yaguhaye, kuko ari yo ngororano ukura mu mvune z'ubuzima bwawe ku isi.

10Icyo ushoboye gukora cyose, jya ugikora ukibishoboye, kuko ikuzimu aho uzajya, nta murimo, nta kuri, nta bumenyi, nta n'ubuhanga bihari.

11Ikindi nasanze ku isi ni uko abavuduka mu kwiruka atari bo batsinda, kandi ab'intwari si bo batsinda ku rugamba. Umugati ntuhabwa abanyabuhanga, ubukire ntibusanga abanyabwenge, cyangwa ngo abaminuje mu bumenyi abe ari bo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

batoneshwa; kuko bose bahura n'ibizazane.

12Nta muntu umenya igihe azapfira; uko amafi afatirwa mu rushundura cyangwa inyoni zikagwa mu mutego, ni na ko umuntu atungurwa n'ibyago, iyo bimwubikiye bikamugwa gitumo.

13Ikindi nasanze gikomeye cyane, ni akamaro k'ubuhanga kuri iyi si.

14Hari umugi muto ukagira abaturage bake; haza umwami ukomeye arawutera, arawugota yubaka inkuta ziwuzengurutse.

15Muri uwo mugi harimo umugabo w'umukene ariko w'umunyabuhanga nuko arokora umugi akoresheje ubuhanga bwe. Nyamara nta muntu n'umwe wongeye kwibuka uwo mukene.

16Nuko nanjye ndavuga nti «Ubuhanga buruta ubutwari; ariko ubuhanga bw'umukene burasuzugurwa, nta we utega amatwi amagambo ye».

17Amagambo atuje y'abanyabwenge yumvikana neza kurusha urusaku rw'umwami w'abasazi.

18Ubuhanga buruta intwaro z'intambara, ariko inkunguzi imwe ivutsa ibyiza byinshi.

## Umubwiriza 10

### Izindi nama zinyuranye

1Isazi zapfuye zinutsa amavuta y'umubavu; kandi ubusazi, n'iyo ari buke, butesha ubuhanga agaciro.

2Umutima w'umunyabuhanga umuyobora inzira igororotse, naho uw'umupfayongo ukamuyobagiza.

3Iyo umusazi agenda mu nzira, abura ubwenge akereka bose ko yasaze.

4Umwami nakurakarira, ntugahindagane, kuko ubwitonzi buzakurinda kugwa mu byaha.

5Hari ikintu kibi nabonye ku isi, gisa n'aho umwami yibeshya:

6kubona umusazi ahabwa imirimo ihanitse, naho abashoboye bagasubizwa inyuma !

7Nabonye abagaragu bari hejuru y'amafarasi, naho abatware bagendesha amaguru nk'abacakara.

8Ucukura umwobo, azawugwamo, kandi usenya urukuta, inzoka izamuruma.

9Ucukura amabuye, azamukomeretsa, naho uwasa inkwi yikururire icyago.

10Iyo ishoka igimbye ntibayityaze, kuyitemesha bizasaba imbaraga ; ariko ubuhanga bwo buhorana akamaro.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11Kumenya kuzinga inzoka byaba bimaze iki, niba umugombozi ari we ibanje kuruma ?

12Amagambo avuye mu munwa w'umunyabuhanga atera ubwuzu, naho akanwa k'umupfayongo karamuroha.

13Iyo ateruye kuvuga ararogombwa, akarangiza avuga amateshwa.

14Umusazi aravuga ntahora. Nyamara nta we umenya akazaza ejo ; ni nde se washobora kumuhishurira ibizaba nyuma y'urupfu rwe ?

15Umupfayongo avunikira ubusa, kubona atazi n'inzira imujyana mu mugi.

16Uragowe, wowe gihugu gifite umwami ukiri umwana, n'abatware bazindukira ku mbehe !

17Urahirwa, wowe gihugu gifite umwami w'imfura, n'abatware barira igihe, atari ukugira ngo basinde, ahubwo bashaka kunguka imbaraga.

18Umunebwe agwirwa n'igisenge cy'inzu ye, naho umunyabute ikamuvira.

19Mu birori, abakomeye barira kwinezeza, na divayi ikabahimbariza ubuzima; maze amafaranga akabakemurira ibibazo byose.

20Ntuzigere uvuma umwami, haba no mu bitekerezo; nuba unaryamye mu nzu yawe ntuzavume umukire, kuko n'akanyoni ko mu kirere kagutwara ijambo, rigatangira kuguruka nta mababa.

## Umubwiriza 11

### Gukorana ubwitonzi n'ubutwari

1Jugunya umugati wawe hejuru y'amazi amaherezo uzakugarukira.

2Umutungo wawe, jya uwugabana n'abandi barindwi cyangwa umunani, kuko utazi icyago gishobora gutera ku isi.

3Iyo ibicu birese imvura, biyicuburira ku isi. Igiti, cyagwa mu majyepfo cyangwa mu majyaruguru, aho kikubise ni ho kiguma.

4Uwakwishinga umuyaga, ntiyakwirirwa abiba, kandi n'uwareba ibicu ntiyasarura.

5Nk'uko utazi umwuka ubeshaho inda y'umugore utwite, ni na ko utazi uko Imana yaremye byose.

6Ujye uhera mu gitondo ubiba imbuto yawe, ugeze nimugoroba utaruhutse, kuko utazi ikizaguhira, ari iki cyangwa kiriya, cyangwa se niba byombi ari mahire.

### Kwishimira ubuzima

7Urumuri ni rwiza, kandi amaso anyurwa no kubona izuba.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8Niba umuntu arambye imyaka myinshi, yose ajye ayishimamo, atekereze iminsi
y'amakuba, kuko izaza ari myinshi. Ibitubaho byose ni impfabusa.

9Wa musore we, ishime mu gihe ukibyiruka; maze umutima wawe uguhe ibyishimo
mu minsi y'ubuto bwawe. Uzajye aho umutima wawe ukujyanye, n'aho amaso yawe
akweretse, ariko umenye ko ibyo byose Imana izabiguciramo urubanza.

10Jya urinda umutima wawe agahinda, umubiri wawe uwurinde ububabare; kuko
ubuto n'ubusore ari impfabusa!

## Umubwiriza 12

### Kwibuka Uwakuremye mbere yo gusaza

1Uzibuke Uwakuremye mu gihe cy'ubuto bwawe, mbere y'uko usatirwa n'ibihe bibi,
n'imyaka uzavugiraho uti «Iyi yo nta shema inteye.»

2Uzamwibuke mbere y'uko urumuri rw'izuba, ukwezi n'inyenyeri rukuzimiraho,
n'ibicu bikongera kubudika imvura ihitutse.

3Icyo gihe amaboko yakurwanagaho azaba atitira, intugu wikorezaga zihetame,
amenyo wari usigaranye ananirwe gutapfuna, n'amaso warebeshaga ahume.

4Icyo gihe amatwi yawe ntazaba acyumva, ijwi ryawe rizatitimira, uzabura ibitotsi
mu bunyoni, utanagiheruka indirimbo z'ibitaramo.

5Ubwo ntuzaba ugiterera umusozi, nugera mu nzira uzazengerezwa, umutwe wawe
uzabe uruyenzi, nk'igiti kirabije, amaguru yawe ananirwe kwiterura, kuko nta
kabaraga uzaba usigaranye, ahubwo uzagenda ugana indaro y'ikuzimu, maze
abategereje kukuririra bahore mu muharuro.

6Ubwo ni mbere y'uko unogoka, ubwonko butarasandara, ngo igifu gitabuke,
n'umutima uturike,

7maze umukungugu usubire mu gitaka wavuyemo, n'umwuka w'ubugingo usubire
ku Mana yawutanze.

8Koko Koheleti yarabivuze ati «Ibintu ni ubusa, ni ubusabusa koko, byose ni ubusa.»

### Igisingizo cya Koheleti n'umwanzuro

9Uretse ko Koheleti yari umunyabuhanga, yatoje na rubanda ubumenyi;
yarashishoje, aracengera, anonosora imigani myinshi.

10Koheleti yihatiye gushaka imvugo iboneye, no kwandika amagambo y'ukuri.

11Imvugo y'abanyabuhanga ni nk'agashinge gatuma umuntu yinyakura, naho imigani
ni nk'imisumari ifatanya ubumenyi bwose. Byose bibwirizwa n'Imana, yo mushumba
umwe rukumbi w'ukuri.

12Ikindi kandi, mwana wanjye, umenye ko kwandika ibitabo byinshi bitajya

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

birangira, kandi ko no kwiga cyane ugakabya binaniza umubiri.

13Umwanzuro: muri make rero, ujye utinya Imana kandi ukurikize amategeko yayo; ni cyo umuntu abereyeho.

14Koko rero, Imana izahamagaza ikiremwa cyose, igicire urubanza ku byihishe byose, ari ibyiza ari n'ibibi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Indirimbo ihebuje

## Indirimbo ihebuje 1

1Indirimbo ihebuje yahimbwe na Salomoni.

### IGISIGO CYA MBERE

***UMUGENI:***

2Nansome uko umunwa we usanzwe unsoma! Kuko urukundo rwe rundutira divayi.

3Imibavu yawe ifite impumuro nziza, izina ryawe ni impumuro itamye, ni na yo mpamvu abakobwa bagukunda.

4Reka nkujye inyuma unyijyanire, ngaho twirukanke! Umwami yanyinjije mu byumba bye. Tunezerwe tukwishimire, duhimbaze urukundo kurusha divayi. Erega bazi ubwenge abakwikundira!

5Ndi umuyumbu ariko mfite igikundiro, bari ba Yeruzalemu, nsa n'amahema ya Kedari nsa n'inyegamo zo kwa Salima.

6Ntimungaye ibara ngo ndirabura: ni izuba ryambabuye. Bene mama barandakariye; banyohereza kubarindira imizabibu, ariko iyanjye mizabibu sinayirinda.

7Mbwira se, wowe umutima wanjye ukunda, aho ujyana umukumbi wawe kurisha, mbwira aho uwujyana kubyagira, ntava aho nsa n'ubwerabwera, hafi y'imikumbi ya bagenzi bawe.

***ABAKWE:***

8Niba utabizi, wowe gitego mu bakobwa, sohoka ukurikire umukumbi wawe, maze abana b'ihene ubajyane kurisha iruhande rw'ibiraro by'abungeri.

***UMUKWE:***

9Ncuti yanjye, nakugereranya n'imwe mu mafarasi y'ingore, amwe akurura amagare ya Farawo.

10Imisaya yawe ni ihogoza, itatse amasaro, kimwe n'ijosi ryawe ritamirije inigi.

11Turagutungira inigi za zahabu, duharagemo amabara ya feza.

***ABAGENI BOMBI:***

12— Igihe umwami bamushagaye, ni bwo akarabo kanjye gatama impumuro nziza,

13Uwo nkunda ni nk'agapfunyika k'umubavu kegama hagati y'amabere yombi.

14Uwo nkunda ni nk'agashandiko k'indabo hagati y'imizabibu ya Enigadi.

15— Koko uri mwiza, mukobwa nkunda, koko uri mwiza! Amaso yawe ni nk'ay'inuma.

16— Uri mwiza, muhungu nkunda, koko uteye ubwuzu. Uburiri bwacu ni ubwatsi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

butoshye.

17— Inkingi z'inzu yacu ni sederi, n'imishoro yayo ni imizonobari.

## Indirimbo ihebuje 2

1— Ndi akarabo k'amarebe y'i Saroni ndi umwangange wariboye wo mu mibande.

2— Mu bandi bakobwa, uwo nkunda ameze nka lisi mu mahwa.

3— Nk'ipera mu biti by'ishyamba, ni ko uwo nkunda ameze mu bana b'abahungu.
Nicaye mu gicucu cye uko nabirarikiye, akabuto ke kandyohera mu kanwa.

4Yanyinjije mu rwengero rwe, anshyiraho ikimenyetso cy'urukundo rwe.

5Nimumpembuze agatsima k'imizabibu, nimundamize akabuto k'ipera, dore
nzonzwe nzira urukundo.

6Ukuboko kwe kw'imoso kuranseguye, ukw'iburyo kurampfumbase.

7— Nyabuna, bari ba Yeruzalemu, ndabinginze, mbarahije amasha n'amasirabo
y'agasozi, muramenye ntimunkangurire uwo nkunda, ntimumubyutse atarabishaka.

***UMUGENI:***

### IGISIGO CYA KABIRI

8Ndumva ijwi ry'uwo nkunda! Nguyu araje, aratarraka mu mpinga, arasimbuka
imisozi.

9Uwo nkunda ameze nk'isha cyangwa ishashi y'impara. Dore nguyu ari inyuma
y'inkike yacu, ararungurukira mu madirishya, arahengereza mu mbariro.

10Uwo nkunda yateruye kuvuga, arambwira ati «Haguruka, ncuti; iyizire, mwiza
wanjye,

11Dore itumba rirashize, imvura irahise yaracitse.

12Indabo zakwiriye igihugu, igihe cy'inkera cyageze, ijwi ry'inuma ryumvikanye mu
gihugu.

13Umutini waturitse imbuto zawo za mbere, n'imizabibu yarabije, iratama impumuro
zayo nziza. Cyo haguruka, ncuti; iyizire, mwiza wanjye.

14Kanuma kanjye kibera mu mitutu y'urutare, mu bwihisho bw'imanga, reka
nirebere mu maso yawe, niyumvire n'akajwi kawe, kuko ijwi ryawe rishimishije
n'uburanga bwawe bugatera ubwuzu!»

15Nimudufatire imihari, bya byana by'imihari byonona imizabibu, kandi imizabibu
yacu ari uruyange.

16Uwo nkunda ni uwanjye, nanjye ndi uwe. Aragira mu ndabo z'amalisi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17Garuka, ncuti yanjye, mbere y'agasusuruko, mbere y'uko umwijima utamuruka; sa n'isha cyangwa ishashi y'impara, mu mpinga z'imisozi ya Beteri.

## Indirimbo ihebuje 3

1Ijoro ryose naraye nshatse ku buriri bwanjye, uwo umutima wanjye ukunda. Namushatse ndamubura.

2Reka mbyuke, nirukanke umugi, imihanda n'amayirabiri, nshakashake uwo umutima wanjye ukunda. Namushakashatse ariko namubuze.

3Nahuye n'abarinzi, bamwe barara irondo mu mugi; ndababwira nti «Mbese ntimwabonye uwo umutima wanjye ukunda?»

4Twari tugitandukana gato, mbona uwo umutima wanjye ukunda; ndamufata nanga kumurekura, ntamwinjije mu nzu ya mama, mu cyumba cy'uwanyibarutse.

***UMUKWE:***

5Nyabuna, bari ba Yeruzalemu, ndabinginze, mbarahije amasha n'amasirabo y'agasozi, muramenye ntimunkangurire urukundo, ntimurubyutse rutarabishaka.

### IGISIGO CYA GATATU
#### ABAKWE BAJE BAHEREKEJE UMUKWE:

6Uriya ni nde uzamuka aturuka mu butayu, asa n'inkingi y'umwotsi, atama imibavu n'ububani, n'udufu duhumura neza tumwe tubunzwa n'abaducuruza?

7Nimwirebere ingobyi ya Salomoni, ishagawe n'abagabo mirongo itandatu barobanuwe mu ntwari za Israheli;

8bose bitwaje inkota, bamenyereye intambara, buri wese afatiye inkota ku itako ku mpamvu y'akamu ka nijoro.

9Umwami Salomoni yiyubakiye indaro mu biti byo muri Libani.

10Inkingi yazicuze muri feza, ahegamirwa ahataka zahabu, ahicarwa ahataka umuhemba, mu mbere, abari ba Yeruzalemu bahataka urukundo.

11Nimusohoke, bari ba Siyoni, mwitegereze umwami Salomoni, mutangarire ikamba Nyina yamwambitse umunsi w'ubukwe bwe, umunsi umutima we wari wuje umunezero.

## Indirimbo ihebuje 4

***UMUKWE:***

1Mbega ukuntu uri mwiza, ncuti yanjye , mbega ukuntu uri mwiza! Amaso yawe ni nk'ay'inuma, aragaragara inyuma y'umwenda witwikiriye. Imisatsi yawe imeze nk'umukumbi w'ihene zimanuka imanga ya Gilihadi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2Amenyo yawe arera nk'umukumbi w'intama zogoshwe, iyo zikutse umugezi zimaze kwiyuhagira; buri ryinyo rijyana n'iryaryo nk'impanga, kandi nta gihanga kiyabamo.

3Iminwa yawe imeze nk'agashumi k'umuhemba, mu kanwa uteye ubwuzu. Imisaya yawe mu mwenda witwikiriye, ni nk'akabuto k'itunda basatuyemo kabiri.

4Ijosi ryawe ni nk'umunara wa Dawudi, wubakiwe kubika intwaro, na ryo ritendetseho ingabo igihumbi, nk'ingabo intwari zikinga ku rugamba.

5Amabere yawe yombi ni nk'inyagazi ebyiri zavutse ku isha ari impanga, zikarisha mu ndabo z'amalisi.

6Mbere y'agasusuruko, mbere y'uko umwijima utamuruka, ndajya mu mpinga ibyara imibavu, ku musozi wera ububani.

7Koko uri mwiza wese, ncuti yanjye, nta nenge ikurangwaho!

8Turajyana tuva muri Libani, mugeni wanjye. Urava muri Libani tujyane, urava mu mpinga ya Amana, mu mpinga ya Seniri na Herimoni mu buvumo intare zihishamo, mu misozi ituwe n'ingwe.

9Uwanjye umbereye umugeni, erega wantwaye umutima , wandoye rimwe gusa, mbonye n'isaro rimwe ry'urunigi rwawe, ni bwo wantwaye wese!

10Mbega ukuntu urukundo rwawe ari rwiza, uwanjye umbereye umugeni! Mbega ukuntu urukundo rwawe rundutira divayi, n'impumuro y'imibavu yawe ikandutira ibihumura byose!

11Iminwa yawe, mugeni wanjye, iratemba ubuki, ururimi rwawe rutwikiriye amata n'ubuki. Imyenda yawe irahumura nka Libani.

12Uri umurima uzitiwe, uwanjye umbereye umugeni, uri isoko igipfundikiye n'iriba nagenewe.

13Ikimero cyawe ni agashyamba kera amatunda aryohereye,

14kakera n'ibiti bibyara imibavu y'indobanure, n'amavuta y'impumuro zinyuranye.

15Uri iriba rivomera imirima, uri isoko y'amazi afutse, uri umugezi uturuka muri Libani!

***UMUGENI:***

16Haguruka, muyaga wa ruguru, banguka, muyaga w'epfo! Huhera mu busitani bwanjye, maze imibavu yabwo itame. Uwo nkunda niyinjire ubusitani, yirire imbuto zabwo ziryoha ukwazo.

## Indirimbo ihebuje 5

***UMUKWE:***

1Ninjiye mu busitani bwanjye, uwanjye umbereye umugeni, nasoromye imibavu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

yanjye n'ububani bwanjye, nariye ikinyagu cyanjye n'ubuki bwanjye, nanyoye divayi yanjye n'amata yanjye. Incuti, nimurye, munywe musinde urukundo!

## IGISIGO CYA KANE

***UMUGENI:***

2 Nari nsinziriye ariko umutima wanjye uri maso. Numvise ijwi ry'uwo nkunda, nguwo arakomanze ati «Nkingurira, muvandimwe wanjye, ncuti yanjye, kanuma kanjye, muziranenge wanjye, kuko umutwe wanjye watonzweho n'ikime, n'imisatsi yanjye yuzuye ibitonyanga by'ijoro.»

3 Mbese ko nari niyambuye ikanzu yanjye, nayisubizamo nte? Ko nari noze ibirenge, nabyanduza nte?

4 Uwo nkunda yanyujije ikiganza mu mwenge w'urugi , maze umutima wanjye urashiguka kubera we.

5 Jyewe nabyutse ngo nkingurire uwo nkunda, maze ibiganza byanjye bitonyanga imibavu, n'intoki zanjye ziyagirana imibavu y'amazi itonyangira ku byuma bikinga urugi.

6 Jyewe nakinguriye uwo nkunda, ariko uwo nkunda yari yakimiranye arigendera. Nataye umutwe nsanze yagiye; naramushatse sinamubona, naramuhamagaye ntiyanyitaba.

7 Abarinzi twahuye, bamwe barara irondo mu mugi, bankubise barankomeretsa; banyambuye igishura, babandi barinda inkike y'umugi.

8 Bari b'i Yeruzalemu, ndabibasabye, nimuhura n'uwo nkunda, muramubwira iki? Ko nazonzwe nzira urukundo.

***ABAKWE:***

9 Mbese uwo ukunda arusha iki abandi, wowe gitego mu bakobwa? Rwose ni iki uwo ukunda arusha abandi, ngo urinde kutwinginga utyo?

***UMUGENI:***

10 Uwo nkunda ni izuba, ni inzobe idahanda, mu bihumbi icumi ni we wagaragara.

11 Umutwe we ni nka zahabu iyunguruye, agasatsi ke kanoze nk'imikindo, kandi kirabura nk'icyiyone.

12 Amaso ye ni nk'ay'inuma ku nkombe y'imigezi, zoga amata, ntizirenge inkombe.

13 Imisaya ye ni nk'akarima kera imibavu, kakera ibihumura. Iminwa ye ni indabo z'amalisi, ivubura imibavu ishashagira.

14 Ibiganza bye ni imibumbe ya zahabu, iharaze amabuye meza y'i Tarishishi. Umubyimba we ni ihembe ry'inzovu, ritatse safiri.

15 Amaguru ye ni inkingi zera de, zihagaze ku bitereko bya zahabu iyunguruye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Uburanga bwe ni Libani nzima, ni rudasumbwa nk'amasederi!

16Mu kanwa ke ni uburyohere busa, uko aremye wese atera kwifuza. Nguwo uwo nkunda, ngiyo incuti yanjye, bari ba Yeruzalemu.

## Indirimbo ihebuje 6

***ABAKWE:***

1Mbese uwo ukunda yagiye he, wowe, gitego mu bakobwa? Uwo ukunda yaba yerekeye he, ngo tugufashe kumushaka?

***UMUGENI:***

2Uwo nkunda yamanutse agana mu busitani bwe, mu mirima y'ibiti bivamo imibavu, kuragira mu mirima no guca indabo z'amalisi.

3Uwo nkunda ni uwanjye, nanjye ndi uwe.

## IGISIGO CYA GATANU

***UMUKWE:***

4Uri mwiza, ncuti yanjye, usa na Tirisa ; uteye ubwuzu nka Yeruzalemu. Uteye igitinyiro nk'igitero cy'ingabo.

5Mpisha amaso yawe kuko antwara umutima. Imisatsi yawe ni nk'umukumbi w'ihene zimanuka imanga ya Gilihadi.

6Amenyo yawe arera nk'umukumbi w'intama iyo zikutse umugezi zimaze kwiyuhagira; buri ryinyo rijyana n'iryaryo nk'impanga, kandi nta gihanga kiyabamo.

7Imisaya yawe mu mwenda witwikiriye, ni nk'akabuto k'itunda basatuyemo kabiri.

8Abamikazi ni mirongo itandatu, inshoreke ni mirongo inani, abakobwa bo ntibagira ingano.

9Ariko umwe gusa ni we kanuma kanjye, ni ikinege kwa nyina. Uwamwibarutse ni we yatonesheje. Abakobwa bamubonye bamwita nyaguhirwa, ndetse n'abamikazi n'inshoreke bamwita igitego,

10bati «Uriya ni nde utungutse nk'umuseke weya, mwiza nk'ukwezi, waka nk'izuba, uteye igitinyiro nk'igitero cy'ingabo?»

11Namanutse njya mu busitani bw'ibiti by'ibinyobwa, kureba imbuto zashibutse mu kabande, kureba niba umuzabibu warapfunduye, niba amatunda ari uruyange.

12None sinkimenya iyo nerekeza...

## Indirimbo ihebuje 7

***ABAKWE:***

1Garuka, garuka, mukobwa w'Abashulami , garuka, garuka, tukwirebere! Kuki


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mwitegereza Umushulamikazi, nk'abareba umudiho w'ingamba ebyiri?

**UMUKWE:**

2Byaba byiza ibirenge byawe mu nkweto zabyo, mukobwa w'igikomangoma! Amatako yawe ni nk'umutako wahanzwe n'umuhanga.

3Umukondo wawe ni nk'agakebano katabura divayi ihumura. Inda yawe ni nk'akarundo k'ingano gakikijwe n'amalisi.

4Amabere yawe yombi ni nk'inyagazi ebyiri, zavutse ku isha ari impanga.

5Ijosi ryawe ni nk'umunara wubatswe n'amahembe y'inzovu. Amaso yawe ni nk'ibyuzi bya Heshiboni, iruhande rw'umuryango w'uwo mugi utuwe cyane. Izuru ryawe ni nk'umunara wa Libani, bagenzuriramo ibituruka i Damasi.

6Umutwe wawe wemye nka Karumeli, n'imisatsi iwutenderaho ni nk'umwenda w'umuhemba; umwami yafatiwe mu mapfundo yayo.

7Waba mwiza, watera ubwuzu, rukundo rwanjye, mukobwa utera kunezerwa!

8Mu gihagararo usa n'umukindo, amabere yawe ameze nk'amahundo y'umuzabibu.

9Naravuze nti «Nzurira umukindo, maze nywusingire amaseri.» Reka amabere yawe ambere nk'amahundo y'umuzabibu, umwuka wawe umbere nk'impumuro y'amapera,

10n'akanwa kawe nka divayi yahebuje...

**UMUGENI:**

Yisuke igana uwo nkunda, itembe ku minwa y'abahunikira.

11Ndi uw'uwo nkunda, kandi ni jye ararikira.

12Ngwino, musore nakunze, twigire ku gasozi! Dukeshe ijoro mu midugudu,

13tuzindukire mu mirima y'imizabibu kureba ko imizabibu yapfunduye, cyangwa ko yarabije, cyangwa ko amatunda yabaye uruyange, ni ho nzaguhera urukundo rwanjye.

14Ubu ngubu imikunde iratama imibavu yayo, no ku irembo ryacu hari imbuto zose z'akataraboneka, iza vuba n'iza kera; ncuti yanjye, narazikuzigamiye.

## Indirimbo ihebuje 8

1Iyaba koko wari musaza wanjye , ngo ube waronse amabere ya mama, twahuriye ahagaragara nkagusoma, kandi ntihagire ubingaya.

2Nakujyanye, nkakwinjiza mu nzu ya mama, ukanyigisha uko nkwiye kukunyura. Nakunywesheje kuri divayi irimo umubavu, no ku mutobe w'amatunda yanjye.

3Ukuboko kwe kw'imoso kuranseguye, ukw'indyo kurampfumbase.

# UMWANZURO

***UMUKWE:***

4Nyabuna, bari ba Yeruzalemu, ndabinginze, ntimunkangurire uwo nkunda, ntimumubyutse atarabishaka!

***ABAKWE:***

5Uriya mukobwa ni nde uzamuka aturuka mu butayu, yiyegamije uwo akunda?

***UMUKWE:***

Nagukanguriye mu nsi y'igiti cy'ipera, aho nyoko yagusamiye, ni ho yagusamiye uwakwibarutse.

***UMUGENI:***

6Nshyira mu mutima wawe, mbe nk'ikimenyetso kidasibangana, mbe nk'icyapa giteye no ku kuboko kwawe, kuko urukundo rufite amaboko nk'urupfu; umutima ukunda ukagundira nka rwo, ugurumana nk'ikibatsi cy'umuriro, nk'umuriro w'Uhoraho.

7Imivumba y'amazi ntiyashobora gucubya urukundo, n'inzuzi ntizarurengera. Umuntu watanga umutungo w'urugo rwe rwose, akeka ko yawugura urukundo, nta kindi yaronka, uretse umugayo.

***ABAKWE:***

8Dufite gashiki kacu katarapfundura amabere, tuzakagenzereza dute umunsi batangiye kukarambagiza?

9Niba ari urukuta tuzarutamiriza feza; niba ari umuryango tuzawukinga n'imbaho za sederi.

***UMUGENI:***

10Ndi urukuta, n'amabere yanjye ni nk'iminara; ni yo mpamvu mu maso ye ari jye umutera umunezero.

***UMUKWE:***

11Salomoni yari afite imizabibu i Behali-Hamoni, ayigabanya abarinzi, ngo buri wese ajye atanga ku mwero ibiceri igihumbi bya feza by'icyatamurima.

12Umuzabibu wanjye, nywigengaho. Wowe Salomoni, dore igihumbi cyawe, n'amagana abiri y'abakurindira imbuto.

13Wowe utuye ubusitani, bagenzi bawe bateze ugutwi ijwi ryawe, ngusabye kurinyumvisha.

14Banguka, ncuti nkunda, use n'isha, cyangwa n'inyagazi y'isha, mu mpinga y'imisozi yera imibavu!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Izayi 1

# IBURIRWA RYA YERUZALEMU NA YUDA

1Ibyo Izayi mwene Amosi yabonye byerekeye Yuda na Yeruzalemu ku ngoma ya Oziya, iya Yotamu, iya Akhazi n'iya Hezekiya, abami ba Yuda.

### Israheli igomera Uhoraho

2Umva, wa juru we! Nawe wa si we, tega amatwi! Uhoraho avuze atya: Nareze abana, ndabakuza, ariko bo barangomera!

3Ikimasa kimenya nyiracyo, n'indogobe ikamenya aho irira kwa shebuja, ariko Israheli yo nta cyo izi, umuryango wanjye nta cyo witaho.

### Nta kiri kizima mu gihugu cya Yuda

4Uragowe! Wa gihugu we cy'abacumuzi, wa muryango we wuje ubugome, bwoko bw'abagiranabi, bana b'inkozi z'ibibi! Mwimuye Uhoraho, muhinyura Nyirubutagatifu wa Israheli, mumutera umugongo!

5Murashaka se kandi ko babahana bate, mwebwe mukomeza gukabya ubwigomeke? Umutwe wanyu wose urarwaye, n'umutima wanyu umeze nabi.

6Kuva mu bworo bw'ikirenge kugera ku mutwe, nta hakiri hazima: ahubwo ni inguma nsa, ibisebe, ibikomere bivirirana, bitarakandwa, bitarapfukwa cyangwa ngo byogeshwe amavuta.

7Igihugu cyanyu cyahindutse amatongo, imigi yanyu ikongorwa n'umuriro; abanyamahanga barabanyaga igihugu mubareba, none gitsiratsijwe nk'ikigaruriwe n'ingabo z'ahandi.

8Umwari wa Siyoni asigaye ameze nk'akaruri kari mu mizabibu, ameze nk'indaro iri mu murima w'amadegede, mbese nk'umugi ugoswe n'ingabo.

9Iyo Uhoraho, Umugaba w'ingabo, atajya kuturokoramo bamwe bahonotse, twari kuba aka Sodoma, tukamera nka Gomora.

### Ubuyoboke bujyana n'ubutabera

10Nimwumve ijambo ry'Uhoraho, mwe batware ba Sodoma, mutege amatwi inyigisho y'Imana yanyu, bantu ba Gomora !

11Uhoraho avuze atya: Ibitambo byanyu bitagira ingano bimbwiye iki ? Ibitambo bitwikwa bya za rugeyo n'urugimbu rw'inyana, maze kubihaga; amaraso y'ibimasa, ay'intama n'ay'amasekurume, sinkibishaka!

12Iyo muje kunshengerera, ni nde uba yababwiye kuza kumvogerera Ingoro ?

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Nimusigeho kuzana amaturo y'imburamumaro, umwotsi wayo narawuzinutswe. Imboneko z'ukwezi, amasabato n'andi makoraniro, iminsi mikuru ivanze n'ubugome, singishobora kubyihanganira!

14Imboneko z'ukwezi n'ibirori byanyu ndabyanze, kuko bindemerera, nkaba ntagishoboye kubyihanganira.

15Iyo muntegeye ibiganza, mbima amaso; mwakungikanya amasengesho, sinyatege amatwi, kuko ibiganza byanyu byuzuye amaraso.

16Nimwiyuhagire, mwisukure, nimumvane imbere ibikorwa bibi byanyu, kandi muherukire aho kugira nabi!

17Nimwige gukora ikiri icyiza, muharanire ubutabera, murenganure urengana, murwane ku mpfubyi, mutabare umupfakazi.

18Uhoraho avuze atya: Nimuze, tuburane! N'aho ibyaha byanyu byatukura nk'indubaruba, bizahinduka urwererane nk'urubura. Naho niba byatukuraga nk'umuhemba, bizererana nk'ubwoya bw'intama.

19Niba kandi mwemeye kumvira, muzarya ku byiza byeze mu gihugu.

20Naho niba mubyanze, mugakomeza kuganda, inkota ubwayo ni yo izabarya. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

### Imana izahumanura Yeruzalemu

21Ni ko ye, umugi wari indahemuka, uganje ubutabera, ubutungane ariho bubarizwa, waje kugwa ute mu bwiyandarike, none ukaba wuzuye ubwicanyi?

22Feza yawe yahindutse uruhumbu, divayi yawe nziza ihinduka amaganura.

23Abatware bawe ni abagome n'ibyitso by'abajura, bakunda amaturo, bose bagakurikirana ruswa ; ntibarenganura imfubyi kandi ntibumva amaganya y'umupfakazi.

24Ni cyo gitumye Nyagasani, Umugaba w'ingabo, Umunyembaraga wa Israheli, avuze atya: Muragowe! Kuko nzaruhuka nihimuye abandwanya, kandi abanzi banjye, nzabahore.

25Nzakugaruraho amaboko yanjye, nshongeshe uruhumbu rukuriho, nguhanagureho ubwandure bwawe.

26Nzahindura imico y'abacamanza bawe bamere nka kera, n'abajyanama bawe bamere nko mu ntangiriro, maze uzitwe Umugi w'Ubutabera, Umurwa udahemuka.

27Siyoni izarokorwa n'ubutabera, abahindutse bayo bakizwe n'ubutungane.

28Abagome n'abanyabyaha bose bazavunagurirwa icyarimwe, abimura Uhoraho bazarimburwe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Ibiti by'ibimana bigomba kuvaho

29Muzakozwa isoni bitewe n'imishishi mwakundaga, mumwazwe n'ubusitani bwanyu bwabashimishaga,

30kuko muzamera nk'umushishi w'amababi yumiranye, cyangwa nk'ubusitani butagifite amazi.

31Umunyambaraga azahinduka ubusabusa, ibyo akora bibe nk'agashashi k'umuriro, maze byose bigurumanire hamwe, kandi habure ubizimya.

## Izayi 2

### Amahanga yose azagana Yeruzalemu

1Ibyo Izayi mwene Amosi yabonye, byerekeye Yuda na Yeruzalemu.

2Mu bihe bizaza, hari ubwo umusozi w'Ingoro uzashyirwa ku kanunga usumbe imisozi yose. Nuko amahanga yose agende awugana.

3Abantu b'ibihugu byinshi bahaguruke, bavuga bati «Nimuze tuzamuke, tujye ku musozi w'Uhoraho, ku Ngoro y'Imana ya Yakobo. Azatwereka inzira ze, tuzikurikire.» Ni byo koko, amategeko ava i Siyoni, i Yeruzalemu hagaturuka ijambo ry'Uhoraho.

4Azacira amahanga imanza, akiranure abantu b'ibihugu byinshi. Inkota zabo bazazicuramo amasuka, amacumu yabo bayacuremo ibihabuzo. Ihanga ntirizongera gutera irindi inkota, ntibazongera ukundi kwiga kurwana.

5Nzu ya Yakobo, nimuze, tugendere mu rumuri rw'Uhoraho.

### Umunsi w'Uhoraho, umunsi w'imanza

6Watereranye inzu ya Yakobo, umuryango wawe: abapfumu babo bariyongereye, bangana n'ab'Abafilisiti, n'abanyamahanga benshi babivanzemo.

7Igihugu cyabo cyuzuye feza na zahabu, ubukungu bwabo ntibugereranywa, cyuzuye kandi n'amafarasi, amagare y'intambara ntagira umubare.

8Igihugu cyabo cyuzuyemo ibigirwamana, bagapfukama imbere y'icyavuye mu biganza byabo, imbere y'icyakozwe n'intoki zabo.

9Bazagomba kwiyoroshya, muntu acishwe bugufi, naho ubundi ntuzabababarira.

10Jya mu masenga, wihishe mu mukungugu, utinye Uhoraho n'ububengerane bw'ikuzo rye.

11Ubwibone bw'abantu buzacogozwa, abikuza biyoroshye: uwo munsi hakuzwe Uhoraho wenyine.

12Kuko hazabaho umunsi, Uhoraho, Umugaba w'ingabo, yigeneye, wo gucira imanza umuntu wese w'umwirasi, umwibone n'uwikuza, maze bagacishwa bugufi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Uwo munsi ukazaba no ku masederi yo muri Libani, yiboneje kandi akishyira ejuru, no ku mishishi y'i Bashani yose,

14ku misozi yose miremire no ku tununga twose twishyize ejuru,

15ku minara miremire yose no ku nkike yose icinyiye,

16ku mato yose y'i Tarishishi no ku bwato bwose bw'agaciro gakomeye.

17Ubwibone bw'abantu buzacogozwa, abikuza bacishwe bugufi: uwo munsi hakuzwe Uhoraho wenyine,

18maze ibigirwamana byose bishirire icyarimwe.

19Bazinjira mu masenga yo mu bitare no mu myobo y'ikuzimu, batinya Uhoraho, n'ububengerane bw'ikuzo rye, ubwo azaba aje gukangaranya isi.

20(Uwo munsi ibigirwamana byabo bya feza n'ibya zahabu, byari byarakorewe gusengwa, bazabijugunyira amafuku n'ubucurama.)

21Bazajya kwihisha mu masenga no mu myobo yo mu bitare, batinya Uhoraho, n'ububengerane bw'ikuzo rye, ubwo azaba aje gukangaranya isi.

22Nimureke rero kwishingikiriza muntu, ugizwe gusa n'akuka ko mu zuru! Hari akandi gaciro agira?

## Izayi 3

### Ubutegetsi budafashe i Yeruzalemu

1Dore Nyagasani, Imana, Umugaba w'ingabo, azima Yeruzalemu na Yuda inkunga iyo ari yo yose, abime icyitwa umugati n'amazi cyose,

2abagomwe intwari n'umutabazi, umucamanza n'umuhanuzi, umupfumu n'umukuru w'umuryango,

3umukuru w'ingabo n'umunyacyubahiro, umujyanama, umunyabukorikori n'umuhanga mu by'ubushitsi.

4Nzabaha abasore ho abatware, bazategekwe n'abana bato!

5Abantu bazagiririrana nabi, umwe arenganye undi, umwana akangaranye umusaza, umutindi asuzugure umunyacyubahiro.

6Umuntu azafata umuvandimwe wo mu nzu ya se, agira ati «Ubwo wowe ufite umwambaro, utubere umutware, n'aya matongo abe ari wowe uyategeka!»

7Nuko undi azatere hejuru ati «Sinshoboye kubabera umukiza, iwanjye nta mugati, nta n'umwambaro: ntimushobora rero kungira umutware wa rubanda!»

8Yeruzalemu iradandabiranye, naho Yuda iratembye. Amagambo n'ibikorwa byabo


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bibangamira Uhoraho, bigasuzuguza ikuzo rye.

9Imisusire yabo ni yo ibashinja, beruye ibyaha byabo nka Sodoma, ntibakibihisha. Nibigorerwe! Bo bikururiye amakuba.

10Nimuvuge muti «Intungane irahirwa, kuko izanezezwa n'imbuto z'ibikorwa byayo;

11umugome agushije ishyano, kuko azahanwa hakurikijwe ibikorwa bye.»

12Muryango wanjye, urenganywa n'umwana, ugategekwa n'abagore ! Muryango wanjye, abagutegeka barakuyobya, bakakunyuza inzira itaboneye!

13Uhoraho arahagurutse ngo ace urubanza, arahagaze ngo ashinje amahanga.

14Uhoraho agiye gucira imanza abakuru n'abatware b'umuryango we: «Ni mwebwe mwayogoje umuzabibu murawutsemba, kandi mubitse mu mazu yanyu, imicuzo y'abakene.

15Ni iki gituma mushikamira umuryango wanjye, kandi mukanyukanyuka abakene?» Uwo ni Nyagasani Uhoraho, Umugaba w'ingabo ubivuze.

### Abagore b'abibone b'i Yeruzalemu

16Uhoraho avuze atya: Kubera ko abakobwa b'i Siyoni bishyize ejuru, bakagenda bagamitse amajosi, bica amaso, kubera kugendera ikimero, bacinya amayugi bambaye ku maguru yabo,

17Nyagasani azateza ibihushi imitwe y'abakobwa b'i Siyoni, maze bimyore uruhanga rwabo.

18Uwo munsi, Nyagasani azabambura imirimbo yose: amayugi, inigi n'ibirezi,

19amasaro, ibitare n'ibitambaro byo mu mutwe,

20ingori n'imikufi, imikandara iboshye, imyeko n'impigi,

21impeta zo ku ntoki n'izo ku zuru,

22imyambaro y'umunsi mukuru, ibishura, imyitero n'amasakoshi,

23indorerwamo, amashati y'ubwoya, udutambaro bazinguriza ku mutwe n'amakamba.

24Umubavu uzasimburwa n'umunuko, umweko uhinduke umugozi, ahari inweri hazaba ibiharanjongo, imyenda inyerera isimburwe n'ibigunira, ahari uburanga hahinduke inkovu y'icyasha.

### Abapfakazi b'i Yeruzalemu

25Abagabo bawe bazamarwa n'inkota, intwari zawe zigwe ku rugamba.

26Inkike zawe zizacura imiborogo, ziganye, kandi muri ubwo butindi, uzicare mu mukungugu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Izayi 4

1Uwo munsi, abagore barindwi bazihambira ku mugabo umwe, bamubwira bati «Tuzatungwa n'ibikorwa byacu, tuniyambike, ariko nibura dushobore kwitirirwa izina ryawe; udukureho ikimwaro.»

### Udusigisigi twa Yeruzalemu

2Kuri uwo munsi, umumero w'Uhoraho uzaba icyubahiro n'ikuzo, imyaka izera mu gihugu, izatere ishema n'ubwema udusigisigi twa Israheli.

3Nuko abarokotse b'i Siyoni, n'imponoke za Yeruzalemu bitwe intungane; abo bose bazandikwe i Yeruzalemu, kugira ngo babashe kubaho.

4Ubwo Uhoraho azamara guhanagura ubwandu bw'abakobwa b'i Siyoni, akuhagira Yeruzalemu amaraso yahamenewe, akoresheje urubanza n'umwuka utwika,

5ahantu hose ho ku musozi wa Siyoni no ku makoraniro yaho, azahatwikiriza igicu ku manywa, n'umwotsi utera ibishashi by'umuriro mu ijoro. Ikuzo ry'Uhoraho rizabitwikire byose,

6nk'ihema cyangwa inzu y'ibyatsi, itanga igicucu mu minsi y'icyocyere, ikaba ubwihisho n'ubwugamo mu gihe cy'imvura n'umuyaga.

## Izayi 5

### Indirimbo y'umuzabibu w'Uhoraho

1Reka ndirimbire incuti yanjye, indirimbo y'uwo nkunda n'iy'umuzabibu we. Inkoramutima yanjye yari ifite umuzabibu, ku musozi urumbuka.

2Atabira ubutaka, abukuramo amabuye, abuteramo ingemwe z'indobanure. Hagati mu muzabibu yubakamo umunara, acukuramo n'urwengero. Yizeraga ko uzera imbuto nziza, ariko wo wera imbuto mbi.

3None rero, baturage ba Yeruzalemu, namwe bantu bo muri Yuda, nimunkiranure n'umuzabibu wanjye.

4Icyo nagombaga gukorera umuzabibu wanjye, nkaba ntaragikoze ni iki ? Ko nari nywizeyeho imbuto nziza, ni kuki weze imbuto mbi?

5Reka rero mbabwire uko nzagenzereza umuzabibu wanjye: nzawambura uruzitiro, maze wonwe; nsenye urukuta rwawo, bawunyukanyuke.

6Nzawureka ube ikigunda, ntuzicirwa cyangwa ngo uhingirwe, uzameremo amahwa n'imifatangwe, nzabuze n'ibicu kuwugushaho imvura.

7Umuzabibu w'Uhoraho Umugaba w'ingabo, ni inzu ya Israheli, ingemwe z'indobanure yakundaga, zikaba abantu bo muri Yuda. Yari abatezeho ubutungane, none baratemagurana! Yari abategerejeho ubutabera, none abatishoboye baracura

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

imiborogo!

### Imivumo

8Baragowe! Abagereka amazu ku yandi, cyangwa se amasambu ku yandi, kugeza ubwo biharira ahantu hose, bagatura bonyine mu gihugu!

9Numvise Uhoraho, Umugaba w'ingabo arahira atya: Amazu menshi manini kandi meza azaba amatongo yose, atagira abayabamo.

10Imirima cumi y'umuzabibu izera ibyuzuye ikibindi kimwe, ibibibiro cumi by'imbuto bibyare icyibo kimwe gusa.

11Baragowe! Ababyuka mu gitondo cya kare, biruka inyuma y'inzoga zikaze, bakageza ko bwira bagisinda divayi.

12Ubusinzi bwabo buherekezwa n'inanga, iningiri, ingoma n'umwirongi, nyamara ntibite ku byo Uhoraho akora, ngo bitegereze igikorwa cy'ibiganza bye.

13Ni cyo gitumye umuryango wanjye uzajyanwa bunyago, kubera ko utamenye. Ab'ingenzi muri bo bakazicwa n'inzara, rubanda rukazamarwa n'inyota.

14Nuko rero, ikuzimu hagiye kwasama bikabije, urwasaya rwaguke, hamire umunyacyubahiro na rubanda, bamanukaneyo n'umunezero wabo.

15Abantu bazagomba kwiyoroshya, muntu acishwe bugufi, abikuza bubike amaso.

16Uhoraho, Umugaba w'ingabo, azakuzwa igihe azacira imanza, maze Imana Nyirubutagatifu izigaragarize mu butabera bwayo.

17Intama zizahagira urwuri rwazo, utwana tw'ihene tugikeneye kubyibuha, turishe ayo matongo.

18Baragowe! Abacumura bakoresheje imbehe ziragura, n'abapfumu baboha utuziriko ngo batubeshyeshye!

19Nuko bakavuga bati «Ngaho natebuke, agire bwangu icyo ashaka gukora tukibone.
Umugambi wa Nyirubutagatifu wa Israheli niwigaragaze, niwuzuzwe maze tuwumenye.»

20Baragowe! Abita icyiza ikibi, ikibi bakacyita icyiza. Umwijima bawugira urumuri, urumuri rukaba umwijima, ibisharira babyita ibiryohera, naho ibiryohera bakabyita ibisharira.

21Baragowe! Abiyita abahanga, bakibonamo abanyabwenge.

22Baragowe! Ab'intwari zo mu runywero, kimwe n'inkwakuzi mu kuvanga inzoga,

23bo bagira umwere umunyacyaha ari uko abaguriye, bakima intungane ibyo yatsindiye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

24Bazakongoka nk'ibyatsi bitwitswe n'umuriro, cyangwa nk'ibikenyeri byahiye, bashanguke bahereye ku mizi, imbuto zabo zizatumuke nk'umukungugu, kuko birengagije itegeko ry'Uhoraho, Umugaba w'ingabo, bagahinyura ijambo rya Nyir'ubutagatifu wa Israheli.

25Ni cyo gitumye uburakari bw'Uhoraho bugurumanira umuryango we, akaba abanguye ikiganza ngo awutsembe. Imisozi yahinze imishyitsi, imirambo y'abapfuye imera nk'imyanda inyanyagiye mu mayira. Nyamara n'ubwo bimeze bityo bwose, uburakari bw'Uhoraho ntiburacogora, ukuboko kwe kuracyabanguye.

### Ashuru, umunyamaboko udakumirwa

26Uhoraho arembuje ihanga rya kure , arihamagaye riva mu mpera z'isi, none ngaha riraje ningoga, ryihuta cyane.

27Nta n'umwe muri bo wananiwe cyangwa ngo asitare, nta wahunikiye cyangwa ngo asinzire. Imikandara yabo nta wakenyurutse, n'imishumi y'inkweto zabo ntiyapfundutse.

28Imyambi yabo iratyaye, imiheto yabo yose irareze, ibinono by'amafarasi yabo ni nk'amasarabwayi, inziga z'amagare yabo zirihuta nk'izitwawe n'umuyaga.

29Barivuga, baratontoma nk'intare y'ingore, cyangwa nk'ibyana byayo, barasakuza, bagahumira ku muhigo wabo, bakawutwara ntihagire uwubambura.

30Uwo munsi, umworomo ukaze nk'umuhengeri wo mu nyanja, uzugariza iyi mbaga, nibareba imisozi babone umwijima n'umubabaro, urumuri rwijime kubera ibicu byinshi bicucitse.

## Izayi 6

# IBYAHANURIWE YUDA IGIHE ITEWE NASAMARIYA NA DAMASI

### Izayi aba umuhanuzi w'Uhoraho

1Mu mwaka umwami Oziya yatanzemo, nabonye Nyagasani yicaye ku ntebe ya cyami ndende kandi itumburutse. Ibinyita by'igishura cye byari byuzuye icyumba gitagatifu cy'Ingoro y'Imana.

2Abaserafimu bari bahagaze hejuru ye, bafite umwe umwe amababa atandatu: abiri yo gukingira uruhanga, yandi abiri yo gutwikira ibirenge, n'abiri yo kuguruka.

3Nuko bakikiranya amajwi bavuga bati «Nyirubutagatifu, Nyirubutagatifu, Nyirubutagatifu! Ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, isi yose yuzuye ikuzo rye!»

4Umuririmo w'ayo majwi uhindisha umushyitsi inzugi n'ibizingiti byazo, maze Ingoro isabwa n'umwotsi.

5Nuko ndavuga nti «Ndagowe! Bincikiyeho, kuko ndi umuntu w'iminwa yandavuye, ngatura mu muryango w'iminwa yahumanye, none amaso yanjye akaba abonye

Umwami, Uhoraho, Umugaba w'ingabo.»

6Ariko umwe mu Baserafimu aguruka ansanga, afashe mu kiganza cye ikara ryaka, yari akuye ku rutambiro, ariteruje igifashi.

7Arinkoza ku munwa, maze arambwira ati «Ubwo iri kara rigukoze ku munwa, ubuhemu bwawe burahanaguwe, icyaha cyawe kirakijijwe.»

8Nuko numva ijwi rya Nyagasani rigira riti «Mbese ndatuma nde ? Ni nde twakohereza ?» Ni ko kumusubiza nti «Ndi hano, ntuma!»

9Arambwira ati «Genda ubwire utya uriya muryango: Mutege amatwi, ariko mwoye kumva, mwitegereze, ariko mwoye kubona.

10Uzanangire imitima yabo, ubazibe amatwi, ubapfuke n'amaso. Amaso yabo ntakagire icyo abona, n'amatwi yabo ntakumve. Umutima wabo ntukagire icyo umenya, bataboneraho guhinduka, maze bagakira.»

11Nuko ndabaza nti «Ibyo se bizageza ryari Nyagasani ?» Aransubiza ati «Kugeza ubwo imigi izaba yatsembwe, nta bayituye, amazu atakirimo umuntu n'umwe, n'ubutaka bwarahindutse umushike.

12Uhoraho azimurira abantu kure, imisozi myinshi mu gihugu ihinduke imishike.

13Kandi n'iyo hasigara kimwe cya cumi, na cyo nzongera ngitwike nk'umushishi watemwe, maze hazasigare igishyitsi cyonyine. Icyo gishyitsi rero, kizakomokaho imbuto ntagatifu.»

## Izayi 7

### Ubutumwa Uhoraho yoherereje Akhazi

1Ku ngoma ya Akhazi mwene Yotamu, mwene Oziya umwami wa Yuda, Rasoni umwami wa Aramu, na Peka mwene Remaliyahu, umwami wa Israheli, barazamutse batera Yeruzalemu , ariko ntibashobora kuyigarurira.

2Babimenyesha abo mu muryango wa Dawudi, bati «Aramu yashinze ibirindiro muri Efurayimu.» Nuko umwami na rubanda bakuka umutima, boshye ibiti by'ishyamba bihungabanywa n'umuyaga.

3Uhoraho abwira Izayi ati «Sohoka, ujyane n'umuhungu wawe Sheyari-Yashubi, musanganire Akhazi ku mpera y'umugende ujyana amazi mu kigega cya ruguru, ku muhanda ugana ku murima w'umumeshi;

4maze umubwire uti 'Humura ! Witinya kandi ntugire ubwoba. Wihagarika umutima kubera buriya busabusa bw'amafumba abiri acumbeka, cyangwa se kubera uburakari bukaze bwa Rasoni, umwami wa Aramu, na mwene Remaliyahu.

5Aramu yagiye inama na Efurayimu na mwene Remaliyahu, ngo bazakurimbure, bavuga bati

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[6]’Tuzamuke dutere igihugu cya Yuda, tubakure umutima, tukinjiremo maze tukigarurire, twimike mwene Tebeyeli ahabere umwami.’

[7]Nyamara Nyagasani Imana avuze atya: Ibyo ntibiteze guhama, ntibizigera bibaho !

[8]Damasi ni umutwe wa Aramu, naho Rasoni akaba umutware wa Damasi, — hasigaye imyaka itarenga mirongo itandatu n’itanu, Efurayimu ikaneshwa, ntibe icyitwa igihugu.—

[9]Samariya ni umutwe wa Efurayimu, naho mwene Remaliyahu akaba umutware wa Samariya. Nimudakomera ku Mana, ntimuzakomera.»

### Umuhungu agiye kuvuka akazitwa Emanuweli

[10]Uhoraho arongera abwira Akhazi, ati

[11]«Saba Uhoraho, Imana yawe, aguhe ikimenyetso cyaba icyo hasi ikuzimu, cyangwa se icyo hejuru mu kirere.»

[12]Akhazi arasubiza ati «Nta cyo nsabye, kandi sinshaka no kwinja Uhoraho.»

[13]Nuko Izayi aravuga ati «Tega amatwi rero, muryango wa Dawudi! Mbese ntibibahagije kunaniza abantu, kugira ngo mube mutangiye no kunaniza Imana yanjye?

[14]Noneho rero, ni Nyagasani ubwe uzabihera ikimenyetso: Dore ngaha umwari asamye inda, akazabyara umuhungu, maze akazamwita Emanuweli.

[15]Azatungwa n’amata y’ikivuguto n’ubuki, kugira ngo azabashe kwanga ikibi, ahitemo icyiza.

[16]Na mbere y’uko uwo mwana azabasha kwanga ikibi agahitamo icyiza, ibihugu by’abo bami bombi utinya, bizaba bitakivugwa.

[17]Naho wowe, umuryango wawe n’inzu ya so, Uhoraho azabateza iminsi mibi, itarigeze ibaho, kuva igihe Efurayimu yitandukanyije na Yuda. (Yavugaga umwami wa Ashuru.)

[18]Uwo munsi, Uhoraho azahamagara isazi zo ku mpera y’imigezi ya Misiri, n’inzuki zo mu gihugu cya Ashuru,

[19]maze zose zize, zihumbike mu mikokwe yo ku misozi, no mu masenga yo mu bitare, mu bihuru byose no mu mirima hose.

[20]Uwo munsi, Uhoraho azakogosha umusatsi wo ku mutwe, n’ubwoya bwo ku birenge ndetse n’ubwanwa abumareho, akoresheje urwembe atiye hakurya y’uruzi rwa Efurati.

(Yavugaga umwami wa Ashuru)

[21]Uwo munsi kandi, buri muntu azaba atunze itungo rimwe mu matungo maremare,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n’abiri mu matungo magufi,

22maze kubera amata azaba ari menshi mu gihugu, bazanywe ikivuguto. Ni koko, abazaba basigaye mu gihugu, bazatungwa n’amata y’ikivuguto n’ubuki.

23Uwo munsi nanone, ahantu hari ingemwe igihumbi z’imizabibu, zikwiranye n’ibiceri igihumbi bya feza, hazahinduka ibihuru by’amahwa n’imifatangwe.

24Hazagerwa gusa n’uwitwaje umuheto n’imyambi, kuko igihugu cyose kizahinduka amahwa n’imifatangwe.

25Imisozi yahingishwaga amasuka ntibazayigarukamo, kubera gutinya amahwa n’imifatangwe, izahinduke urwuri rw’inka n’intama.

## Izayi 8

### Umuhungu wa Izayi yitwa izina

1Uhoraho arambwira ati «Fata igisate kinini cy’ibuye, wandikeho aya magambo, ukoresheje itindo isanzwe: Kuri Maheri-Shalali-Hashi-Bazi, (Minyago-iri hafi-Isahura-iregereje).

2Nuko ibyo birangiye, mfata Uriya umuherezabitambo, na Zekariyahu mwene Yeberekiyahu, abagabo b’abahamya kandi bemewe.

3Hanyuma nsanga umuhanuzikazi (ari we mugore wanjye), asama inda maze abyara umuhungu. Uhoraho arambwira ati «Uwo mwana, mwite Maheri-Shalali-Hashi-Bazi,

4kuko mbere y’uko amenya kuvuga ngo ’data’ cyangwa ’mama’, bazaba bashyikirije umwami wa Ashuru ubukungu bw’i Damasi, n’iminyago y’i Samariya.

### Igitero cy’Abanyashuru

5Uhoraho arongera ambwira muri aya magambo:

6Kubera ko uyu muryango wanze amazi ya Silowe atembana ituze, ugakangarana imbere ya Rasoni na mwene Remaliyahu,

7kubera iyo mpamvu, Uhoraho azawuteza amazi menshi, afite imivumba y’uruzi rwa Efurati

(yavugaga umwami wa Ashuru n’ikuzo rye ryose), azasohoke mu kiryamo cyayo, arenge inkombe zayo zose.

8Azagera kuri Yuda amusendereho, amugere mu ijosi, yagure inkombe zayo yuzure igihugu cyawe, wowe Emanuweli!

### Imana turi kumwe

9Miryango, nimwumve kandi muhinde umushyitsi! Nimutege amatwi, namwe mahanga yose ya kure! Nimukindikize intwaro zanyu, nyamara muzaneshwa!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Nimujye imigambi, ariko izapfa ubusa. Muvuge ayo mushatse yose, ariko nta cyo bizabamarira, kuko «Imana turi kumwe».

### Ni Uhoraho wenyine mugomba gutinya

11Uhoraho yamfashe akaboko, antegeka kudakurikira inzira y'uwo muryango, muri aya magambo:

12Ntimukite ubugambanyi, ibyo uwo muryango wita ubugambanyi byose. Ntimugaterwe ubwoba n'ibyo batinya, kandi ntibikabakange.

13Ahubwo mumenye ko Uhoraho Umugaba w'ingabo, ari we muzita Intungane, ni we mugomba gutinya, ni we ushobora kubakanga.

14Inzu zombi za Israheli, azazibera Ingoro, ibuye basitaraho n'urutare batembaho, abere urushundura n'umutego ab'i Yeruzalemu.

15Benshi bazasitara kuri urwo rutare bikubite hasi, bashenjagurike, bagwe mu mutego ubutazawuvamo.

### Ugutegereza n'ukwizera by'umuhanuzi

16(Uhoraho arambwira ati) «Inyigisho zanjye, uzizigame neza, uzikomeze mu mitima y'abigishwa banjye.»

17Ahasigaye ntegereza Uhoraho wimaga amaso inzu ya Yakobo, mba ari we niringira.

18Jyewe n'abana Uhoraho yampaye, turi ibimenyetso n'impanuro muri Israheli, biturutse kuri Uhoraho, Umugaba w'ingabo, utuye ku musozi wa Siyoni.

19Nibababwira bati «Nimubaze abagirwa n'abapfumu , bavugiriza, bakavugira no mu matamatama», bakababaza ngo «Ese ntibikwiye ko umuryango ubaza imana zawo n'abapfuye bawo, ubigirira abazima?»

20Nibababaza batyo, muzabasubize muti «Amategeko n'amabwiriza y'Uhoraho, ni byo mugomba gukurikiza.» Baragowe abatazakurikiza iryo jambo, kuko batazongera kubona umuseke weya!

### Ububabare n'umwijima ku isi

21Ahubwo bazambuka igihugu, ari imbabare n'abashonji, maze kubera iyo nzara, barakare, bavume umwami wabo n'Imana yabo. Bazarangamira hejuru,

22hanyuma buname barebe hasi, babone ububabare n'umwijima, n'ubwire buteye inkeke. Ni iryo joro bazaba bajugunywemo.

### Umwami w'amahoro

23Nta mwijima ukirangwa mu gihugu cyarimo umubabaro. Kuko mu gihe cyahise, Uhoraho yasuzuguje igihugu cya Zabuloni n'icya Nefutali, ariko hanyuma aha ikuzo inzira igana ku nyanja, hakurya ya Yorudani n'intara y'abanyamahanga.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Izayi 9

1Abantu bagendaga mu mwijima babonye urumuri nyamwinshi, abari batuye mu gihugu cy'icuraburindi, urumuri rwabarasiyeho.

2Wabagwirije ineza, ubasakazaho ibyishimo, none bariho bariyereka imbere yawe, boshye abishimira umusaruro, baranezerewe nk'abagabana iminyago,

3kuko wabakijije umuzigo bari bikoreye, ingiga yabashenguraga ibitugu n'ikiboko cy'uwabakoreshaga agahato, warabijanjaguye nko kuri wa munsi w'Abamadiyani.

4Inkweto zose z'intambara zarimburaga ubutaka, n'igishura cyose cyazirinzwe mu maraso, byarakongotse boshye inkwi baroshye mu muriro.

5Kuko umwana yatuvukiye , twahawe umuhungu. Ubutegetsi bumuri ku bitugu, ahawe izina: «Umujyanama w'agatangaza, Imana Idahangarwa, Umubyeyi iteka, Umwami w'amahoro.»

6Hazaba ingoma irambye n'amahoro atagira iherezo, ku ntebe ya Dawudi n'ubwami bwe, azabishinga kandi abikomeze mu butungane n'ubutabera, ubu n'iteka ryose. Uhoraho Umugaba w'ingabo azabisohoza, kubera umwete we wuje urukundo.

### Uhoraho arakarira Samariya na Efurayimu

7Uhoraho yabwiye ijambo Yakobo, maze Israheli irita mu gutwi.

8Imbaga yose uko yakabaye izarimenya, ndetse na Efurayimu kimwe n'abatuye Samariya; bo bishongora mu bwibone bwabo n'ukwikuza kwabo, bavuga bati

9«Ubwo inkuta z'amatafari zasenyutse, tuzubakisha amabuye abaje; naho inkingi z'imivumu zatsembwe, tuzisimbuze amasederi.»

10Uhoraho ayiteje abanzi, ayigabije abayirwanya.

11Dore Aramu iturutse iburasirazuba, Abafilisiti mu burengero bwayo, ngo bamiragure bunguri Israheli! Nyamara n'ubwo bimeze bityo bwose, uburakari bw'Uhoraho ntiburacogora, ukuboko kwe kuracyabanguye.

12Ariko Israheli ntirakagarukira uwayihannye, ngo ishakashake Uhoraho, Umugaba w'ingabo.

13Ni cyo cyatumye, mu munsi umwe gusa, Uhoraho yatemaguye muri Israheli, umutwe n'umurizo, imikindo n'imfunzo.

14Umukuru w'umuryango n'umunyacyubahiro, ni bo mutwe, umuhanuzi wigisha ibinyoma, akaba umurizo.

15Abayobozi b'icyo gihugu barakiyobeje, abo bayoboraga barazikama.

16Ni yo mpamvu, Uhoraho atazishimira abasore babo, ntagirire impuhwe imfubyi n'abapfakazi babo, kuko bose ari abahemu n'abagiranabi, ibyo bavuga byose bikaba

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ibiterashozi. Nyamara n'ubwo bimeze bityo bwose, uburakari bw'Uhoraho ntiburacogora, ukuboko kwe kuracyabanguye.

17Koko ubugome bugurumana nk'umuriro utwika amahwa n'imifatangwe, ugakongeza ibihuru by'ishyamba, maze umwotsi ugatumbagira ikirere.

18Uburakari bw'Uhoraho, Umugaba w'ingabo, buteye igihugu kujegajega, abagituye bameze nk'inkwi zijugunywe mu muriro, nta we ubabarira umuvandimwe we.

19Hirya baratemagurana, ntibashire inzara, hino bararyana, ariko ntibijute, buri muntu arashiha inyama yo ku kaboko ke.

20Abo mu muryango wa Manase barashiha abo kwa Efurayimu, n'abo mu muryango wa Efurayimu bakarya abo kwa Manase, hanyuma iyo miryango yombi ikavira inda imwe kuri Yuda. Nyamara n'ubwo bimeze bityo bwose, uburakari bw'Uhoraho ntiburacogora, ukuboko kwe kuracyabanguye.

## Izayi 10

1Baragowe! Abo bantu bashyiraho amategeko arenganya, bakandika amabwiriza akandamiza,

2birengagiza imanza za rubanda rugufi, barenganya abakene bo mu muryango wanjye, bagira abapfakazi iminyago yabo, kandi bagacuza imfubyi.

3Muzamera mute ku munsi w'irimburwa, ubwo umuhengeri uzaba uturutse iyo bigwa? Ni nde muzahungiraho kugira ngo abatabare, muzahisha hehe ubwo bukungu bwanyu?

4Ubwo muzagenza amavi rwagati mu mbohe, cyangwa se murambarare hagati mu ntumbi. Nyamara n'ubwo bimeze bityo bwose, uburakari bw'Uhoraho ntiburacogora, ukuboko kwe kuracyabanguye.

### Iragowe Ashuru, kimwe n'umwami wayo

5Uragowe, Ashuru ! Wowe kiboko cy'ubukana bwanjye; n'inkoni witwaje ikaba iy'uburakari bwanjye.

6Nyohereje kurwanya ihanga ry'abahemu, nyihutishirije gutera igihugu cyandakaje, bagisahure kandi bakinyage, bakiribate nk'icyondo cyo mu nzira.

7Nyamara (umwami wa Ashuru) we si ko abyumva, aratekereza ukundi, kuko agamije gusa gusenya no kurimbura amahanga menshi.

8Aravuga ati «Mbese, abagaba b'ingabo banjye bo si abami?

9Mbese ye, umugi wa Kaluno ntiwahindutse nk'umugi wa Karikemishi, uwa Hamati ukaba nk'uwa Arupadi, cyangwa uwa Samariya ukamera nk'uwa Damasi ?

10Niba se narashoboye ingoma z'ibigirwamana, kandi ibigirwamana byabo bikaba

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

byararutaga ubwinshi iby'i Yeruzalemu n'i Samariya,

11ni iki cyambuza kugenzereza Yeruzalemu n'amashusho yayo, nk'uko nagenjeje Samariya n'ibigirwamana byayo ?»

12Ariko rero, igihe Uhoraho azaba arangije gukora icyo yagambiriye cyose ku musozi wa Siyoni no kuri Yeruzalemu, azahindukirira guhana umwami wa Ashuru kubera ubwirasi n'ubwibone bwe,

13kuko yibwiye ati «Ibyo nakoze byose mbikesha imbaraga zanjye, n'ubuhanga bwanjye kuko ndi umunyabwenge. Navanyeho imipaka y'ibihugu mbasahura ibyabo, nabaye intwari, nkura abami ku ntebe zabo.

14Nanyaze ubukungu bw'amahanga, nk'uko batwara amagi mu cyari, ntagire kirengera ; nanjye ni ko nafashe isi yose, ntihagira n'umwe ukoma, wabumbura umunwa cyangwa se ngo atabaze.»

15Mbese ye, intorezo yakwirata ku uyitemesha ? Urukero se rwo, rwakwibonekeza ku urukeresha ? Ibyo byaba nk'aho ikiboko cyagarukana ukibanguye, inkoni ikazungaguza uyitwaje!

16Ni cyo gitumye Uhoraho, Imana Umugaba w'ingabo, azateza ab'imishishe kuzongwa, maze mu nsi y'ubwamamare, hagurumane nk'inkongi y'umuriro.

17Urumuri rwa Israheli ruzahinduka umuriro, Nyirubutagatifu wayo ahinduke ikirimi cy'umuriro, kizatwike kandi kirimbure umunsi umwe, amahwa n'imifatangwe byayo.

18Azatsembaho ubwiza bw'ishyamba rye n'ubw'umurima we, umuntu azamere nk'uwashegeshwe n'indwara izahaza.

19Ibisigisigi by'ishyamba rye bizaba bike, mbese nk'ibyo umwana muto yashobora kubara.

### Udusigisigi twa Israheli

20Uwo munsi, udusigisigi twa Israheli, n'abazaba barokotse bo mu nzu ya Yakobo, bazaherukire aho kwisunga uwabakandamizaga, ahubwo bisunge by'ukuri Uhoraho, Nyirubutagatifu wa Israheli.

21Kandi ni koko, udusigisigi tuzagaruka, abacitse ku icumu bo mu nzu ya Yakobo, bazagarukira Imana Idahangarwa.

22Israheli we! N'ubwo umuryango wawe wangana n'umusenyi wo ku nyanja, hazagaruka bake mu bacitse ku icumu, kuko ukurimburwa kwanyu kutagisibye, urubanza rukarangirira aho;

23maze Uhoraho, Imana Umugaba w'ingabo, akazasohoza atyo uwo mugambi we, mu gihugu cyose.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Uhoraho azahana Ashuru

24Ni cyo gitumye Uhoraho, Imana Umugaba w'ingabo avuze atya: Muryango wanjye, mwebwe abatuye Siyoni, ntimutinye Abanyashuru babakubita ibiboko, bakababangurira inkoni, nk'Abanyamisiri,

25kuko hasigaye igihe gito cyane, uburakari mbafitiye bugacogora, ahubwo bugahindukirira Abanyashuru.

26Nuko Uhoraho Umugaba w'ingabo akazabangura ikiboko, nk'uko yagenjereje Madiyani ku rutare rwa Orebu, kandi abangure inkoni ye ku nyanja, nk'uko yabigize mu Misiri.

27Uwo munsi, umutwaro wanyu uzururutswa ku ntugu zanyu, ubushikamirwe buvanwe ku ijosi ryanyu, bwimukire umudendezo.

### Intambara yabereye hafi ya Yeruzalemu

28Umwanzi ageze i Ayati, yambukiranya Migoroni; i Mikimasi ahasiga ibintu bye.

29Anyura mu nzira y'impatanwa, aca ingando i Geba. Ubwo ab'i Rama bahinda umushyitsi, i Geba ya Sawuli barahunga.

30Bantu b'i Bati-Galimu, nimutere hejuru! Mutege amatwi namwe, bantu b'i Layishi!

31Anatoti ibonye ishyano, i Madimena barahunga, ab'i Gebimu bakijije amagara yabo!

32Uwo munsi nyine ahagarara i Nobu, abangura ukuboko kwe, akangaranya umusozi w'umwari w'i Siyoni, n'umurenge wa Yeruzalemu.

### Uhoraho atema ishyamba ry'inzitane

33Dore Uhoraho, Umugaba w'ingabo, amashami ayamariye hasi n'ingufu ze ziteye ubwoba, amaremare yayatemye, n'asumba ayandi yayakonkoboye.

34Ibiti byose by'ishyamba yabitsembesheje intorezo, n'amasederi atagira uko asa ya Libani yararitswe.

## Izayi 11

### Dawudi mushya

1Umumero uzashibuka ku gishyitsi cya Yese, inkomoko ye izamuke ku muzi wacyo,

2Umwuka w'Uhoraho uzamwururukiraho, umwuka w'ubuhanga n'uw'ubushishozi, umwuka w'ubujyanama n'uw'ubudacogora, umwuka w'ubumenyi n'uw'ukubaha Uhoraho,

3kandi unamutoze gutinya Uhoraho. Ntazaca imanza akurikije igihagararo, cyangwa ngo azikemure akurikije amabwire.

4Intamenyekana azazicira imanza zitabera, azarenganure abakene bo mu gihugu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Umugome azamukubitisha inkoni y'ijambo rye, umwuka wo mu munwa we awicishe umugiranabi.

5Azakindikirisha ubutabera nk'umukandara, akenyeze ubudahemuka nk'umweko.

6Ikirura kizabana n'umwana w'intama , ingwe iryame iruhande rw'umwana w'ihene.
Inyana n'icyana cy'intare bizagaburirwa hamwe, biragirwe n'akana k'agahungu.

7Inka n'igicokoma bizarisha mu rwuri rumwe, ibyana byabyo bibane mu kiraro kimwe, intare irishe ubwatsi nk'ikimasa.

8Umwana ukiri ku ibere azakinira ku kiryamo cy'inshira, igitambambuga cyinjize ikiganza mu mwobo w'impiri.

9Nta we uzaba akigira nabi, cyangwa ngo akore amahano ku musozi wanjye mutagatifu, kuko igihugu kizasakarwamo n'ubumenyi bw'Uhoraho, nk'uko amazi yuzura inyanja!

### Ukugaruka kw'abajyanywe bunyago ba Israheli

10Uwo munsi ni bwo inkomoko ya Yese, izashyirwa ejuru nk'ibendera ry'igihugu, amahanga yose akazayigana, aho atuye hakazabengerana ikuzo.

11Uwo munsi kandi, Uhoraho azongera abangure ukuboko kwe, kugira ngo agobotore udusigisigi tw'umuryango we, abazaba bakiri muri Ashuru no mu Misiri, i Patorosi, n'i Kushi, i Elamu, n'i Shimeyari, i Hamati no mu birwa byo ku nyanja.

12Azashinga ikimenyetso kimenyesha amahanga, ko agiye gukorakoranya abajyanywe bunyago ba Israheli, abumbire hamwe abatatanye bo muri Yuda, abakuye mu mpande zose z'isi.

13Ishyari rya Efurayimu rizashira, n'abanzi ba Yuda batsembwe. Efurayimu ntizongera ukundi kugirira Yuda ishyari, na Yuda ye kuzongera ukundi kugirira nabi Efurayimu.

14Bazirohera icyarimwe ku misozi y'Abafilisiti b'iburengerazuba, bishyire hamwe basahure abatuye iburasirazuba. Bazabangura ukuboko kwabo kuri Edomu na Mowabu, naho bene Amoni bazabayoboke.

15Uhoraho azakamya ikigobe cy'inyanja yo mu Misiri, abangure ukuboko akwerekeje kuri Efurati, ku bw'imbaraga z'umwuka we, ayigabanyemo amashami arindwi, ku buryo bazashobora kuyambuka n'ibirenge.

16Hazabaho inzira imwe ku barokotse b'umuryango we, abazaba basigaye muri Ashuru, nk'uko byagenze ku Bayisraheli, umunsi bazamutse bava mu gihugu cya Misiri.

## Izayi 12

### Indirimbo ishimira Imana, Umukiza

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1Uwo munsi uzavuga uti «Ndagushimira Uhoraho, kuko wandakariye, ariko uburakari bwawe bwacogora, ukampoza.

2Dore Imana, Umukiza wanjye, ndamwiringira kandi sinkigira ubwoba, kuko imbaraga zanjye n'indirimbo yanjye ari Uhoraho, wambereye agakiza.»

3Muzavoma amazi ku masoko y'agakiza, mwishimye,

4maze uwo munsi muvuge muti «Nimushimire Uhoraho, murate izina rye, nimwamamaze ibikorwa bye mu mahanga.

5Nimuririmbe Uhoraho, kuko yakoze ibintu by'agatangaza, kandi mubyamamaze mu nsi hose.

6Rangurura ijwi uvuze impundu, wowe utuye i Siyoni, kuko Nyirubutagatifu wa Israheli, utuye iwawe rwagati, ari Igihangange.»

## Izayi 13

### IBYAHANURIWE ABANYAMAHANGA

#### Ibyerekeye Babiloni

1Iteka ryaciriwe Babiloni, uko Izayi mwene Amosi yarihawe.

2Nimushinge ikimenyetso ku musozi w'agasi, murangurure amajwi, mubarembuze, binjire mu marembo y'abanyacyubahiro.

3Ni jyewe ubwanjye wihamagarije abanyobotse, nitumiriza ingabo zanjye z'intwari, zitabira uburakari bwanjye, zigaharanira ishema ryanjye.

4Nimwumve uwo muririmo uri mu misozi, wagira ngo ni igitero cy'abantu benshi. Nimutege amatwi urwo rusaku rw'amahanga yakoranye: Uhoraho, umugaba w'ingabo, aranyura hagati y'ingabo zigiye ku rugamba.

5Baturutse mu gihugu cya kure, iyo riterwa inkingi, bitabiriye uburakari bw'Uhoraho, baje kurimbura igihugu cyose.

6Nimuganye, muboroge, kuko umunsi w'Uhoraho wegereje, nk'umunsi w'uburimbuke, butewe n'Umugaba w'ingabo.

7Ni cyo gitumye amaboko yose adandabirana, buri muntu agacika intege.

8Ngaho barakangaranye, bafashwe n'ububabare bw'amoko yose, bararibwa nk'umugore uramutswe. Bararebana bakumirwa, bakagira isoni mu maso.

9Nguyu uraje umunsi w'Uhoraho, umunsi utimirwa, uzanye n'uburakari bw'igikatu, buje kurimbura igihugu, bukagitsembamo abanyabyaha.

10Inyenyeri zo ku ijuru n'ubwinshi bwazo, ntizizongera kumurika ukundi, izuba rizijima rikirasa, ukwezi koye kumurika.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11Nzahana isi kubera ubugome bwayo, inkozi z'ibibi nzihore ibicumuro byazo. Nzakuraho ukwikuza kw'abibone, nzacogoze ubwirasi bw'abategetsi b'abagome.

12Nzagabanya abantu batube nka zahabu igogoye, babe ingume kurusha zahabu y'i Ofiri.

13Ijuru rizahubangana, isi ihinde umushyitsi, bitewe n'ubukana bw'Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ku munsi azagaragarizaho uburakari bwe.

14Bityo rero, bazamere nk'isha ikurikiwe n'umuhigi, cyangwa nk'umukumbi utagira umushumba. Buri wese azirukanke asanga umuryango we, ahungire mu gihugu cye.

15Abo bazahura bose babahinguranye n'imyambi, abo bazafata, babamarire ku nkota.

16Abana babo bazahonyorerwa mu maso yabo, basahure amazu yabo ; bigabize abagore babo ku gahato.

17Ngiye kubateza Abamedi, bo batitaye kuri feza, na zahabu ntibashishikaze.

18Abasore bazarimbuzwa imiheto, ntibazababarira impinja zikivuka, n'ibitambambuga ntibazabigirira impuhwe.

19Babiloni, yari umutako w'abami n'ingoma zabo, ikaba umurato w'akataraboneka ku Bakalideya, izarimbuka nk'uko Imana yagenjeje Sodoma na Gomora.

20Ingoma ibihumbi idatuwe ukundi, izagume ityo, uko ibihe bigenda bisimburana. Ndetse n'abangara ntibazahashinga ihema ryabo, n'abashumba ntibazahahagarara.

21Inturo zizahagira indiri yazo, amazu atahwe n'ibihunyira. Za mbuni zizahagira intaho yazo, n'ibikoko bihabyinire.

22Impyisi zizahumira mu minara yabo, imbwebwe zimokere mu ngoro z'ibyishimo. Igihe cyayo kiregereje, iminsi yayo irabaze.

## Izayi 14

### Uhoraho azagirira impuhwe umuryango we

1Uhoraho azagirira impuhwe bene Yakobo, azatoranya bundi bushya umuryango wa Israheli, azabatuze mu gihugu cyabo. Abanyamahanga bazaza babagana, bifatanye n'inzu ya Yakobo.

2Abo mu bihugu bya kure bazajyana n'Abayisraheli, babasubize mu gihugu cyabo ; nuko nibamara kugera ku butaka bw'Uhoraho, Israheli ibagire abacakara n'abaja bayo, itegeke abayishikamiraga, inabashyire ku ngoyi bari barashyizweho.

### Amaherezo y'umwami w'i Babiloni

3Umunsi Uhoraho azaba amaze kukugarura mu gihugu cyawe, nyuma y'imiruho, imibabaro n'ubucakara wari urimo,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4uzabyinira hejuru y'umwami w'i Babiloni uti: Mbese wa munyagitugu, yaherera he? Ubwibone bwe se bwo bwazimiriye he?

5Uhoraho yavunaguye inkoni z'abagome, kimwe n'ibiboko by'abanyagitugu,

6bakubitanaga umujinya ibihugu badahwema, bakigarurira amahanga n'uburakari, bakayaburagiza batayasonera, bakigarurira amahanga n'uburakari.

7None isi yose iratuje, abantu basabwe n'ibyishimo.

8Ndetse n'imizonobari irakwishimaho, kandi kuva wagwa, amasederi yose ya Libani aravuga ati «Ntakizanzamutse ukundi, uwazanwaga no kudutsemba.»

9Ab'ikuzimu bakimenya ko uje, biteguye kukwakira. Bakanguye abapfuye bose ku mpamvu yawe, abigeze kuba ibikomerezwa ku isi, abari abami b'amahanga bahagurutswa ku ntebe zabo.

10Abo bose bafashe ijambo barakubwira bati «Nawe dore ubaye umunyantege nke nkatwe, usigaye warahindutse nkatwe!

11Ubukire bwawe bwamanukanye n'amajwi y'inanga ikuzimu, uzisasira umujagato w'inyo, uwiyorose.

12Mbese waba waramanutse ute mu ijuru, Nyenyeri yakirana, Mwana w'umuseke weya ? Waba se warahanutse ute ukagwa ku isi, wowe wayogozaga amahanga, uvuga uti

13'Nzazamuka mu ijuru, nshyire intebe yanjye hejuru y'inyenyeri z'Imana, nzature ku musozi imana zikoraniraho, aherekera mu majyaruguru.

14Nzazamuka njye ku mpera z'ibicu, maze nzareshye n'Umusumbabyose.'

15Ariko dore wamanutse kwa Nyirarupfu, mu muhenengero w'ikuzimu!»

16Abakubona barakwitegereza ubudahwema, bakitonda bakakureba, bibaza bati «Mbese uyu yaba wa mugabo wahindishaga isi umushyitsi, agahungabanya abami n'ingoma zabo,

17uwahinduraga isi ubutayu, agasenya imigi, ntarekure imbohe ngo zigaruke iwabo?»

18Abami bose b'amahanga, udakuyemo n'umwe, buri wese mu mva ye baruhukiye mu mahoro.

19Ariko wowe wajugunywe kure y'imva yawe, uteye ubwoba boshye uruhinja rwavutse rupfuye. Umeze nk'intumbi banyukanyutse; ukikijwe n'imirambo y'abahinguranyijwe n'inkota, ikaba igaramye ku mabuye ashashe mu rwobo.

20Ntuzabangikana na bo mu mva, kuko wayogoje igihugu cyawe, ukica umuryango wawe: inyoko y'abagome ntizongera kuvugwa ukundi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

21 Nimwitegure kwica abana, kubera icyaha cy'ababyeyi babo, hato batava aho baduhagurukana, bakigarurira isi, maze bakayubakaho imigi.

22 Uhoraho, Umugaba w'ingabo, avuze atya: Ngiye ubwanjye kubahagurukira. Nzatsembaho izina Babiloni n'ibiyiranga byose, abayikomokaho bose n'urubyaro rwabo. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

23 Nzahahindura ibidendezi by'amazi, n'intaho ya za nyirabarazana, mpakubuze umweyo ukumunzura byose. Uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuze.

### Uhoraho azavunagura Abanyashuru

24 Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ararahiye ati «Icyo natekereje kizaba, n'icyo nagambiriye kizarangira.

25 Nzavunagurira Abanyashuru mu gihugu cyanjye, mbarimbure ku misozi yanjye. Abo bicishaga uburetwa nzabubakiza, n'umutwaro babakoreraga nywubature.»

26 Uwo ni umugambi Uhoraho yafatiye isi yose, ni igihano yageneye amahanga yose.

27 Niba se Uhoraho, Umugaba w'ingabo, yafashe umugambi, ni nde uzamugamburuza ? Niba se yamaze kubangura ukuboko kwe ngo ahane, ni nde uzamugeruza ?

### Igihano cy'Abafilisiti

28 Umwaka umwami Akhazi yatanzemo, hatangazwa aya magambo:

29 Mwebwe mwese, Abafilisiti, ntimwishimire ko ikiboko mwakubitwaga cyacitsemo kabiri, kuko mu mwiyuburure w'inzoka hazasohokamo impiri, naho mu mpiri hakazasohokamo ikiyoka kiguruka.

30 Imbabare zizagaburirwa, abakene babeho mu ituze; ariko abagukomokaho nzabisha inzara, abayirokotse mbasonge.

31 Mwe migi izitiwe, nimurire kandi muboroge ! Abafilisiti bose uko bangana bahwereye: kuko mu majyaruguru haturutse umwotsi, hakaba ari nta n'umwe ubuze muri icyo gitero.

32 Bazasubiza iki intumwa batumweho n'Abafilisiti ? Dore uko bazazisubiza: Ni Uhoraho ubwe washinze Siyoni, ni ho abakene b'umuryango we bafite ubuhungiro nyabwo.

## Izayi 15

### Ibyago bya Mowabu

1 Iteka ryaciriwe igihugu cya Mowabu: Ari-Mowabu yarazimanganye, itsembwa mu ijoro rimwe! Kiri-Mowabu na yo yarimbutse nijoro, ishiraho!

2 Barazamutse bagiye ahirengeye, ku ngoro ya Diboni kuririrayo. Abamowabu bararirira ku musozi wa Nebo n'i Medeba, imitwe yabo barayikomboje, n'ubwanwa

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bwose barabwogosha.

3Mu nzira baragenda bambaye ibigunira, bose baraborogera hejuru y'amazu no ku karubanda.

4Ab'i Heshiboni n'i Eleyale barataka bikagera i Yahasi, ingabo za Mowabu ziravuza induru, umutima wabo washengutse.

5Mowabu irambabaje: dore abantu bayo barahunga bagana i Sowari n'i Egalati-Shelishiya. Bazamutse umusozi wa Luhiti barira, induru yabo ndende irumvikanira ku nzira igana i Horonayimu.

6Amazi y'i Mimirimu yarakamye, ubwatsi bwaragwengeye, ntibukiharangwa.

7None ubutunzi bari basigaranye, babwimuriye hakurya y'umugezi w'inturusu.

8Induru ni yose, impande zose z'igihugu cya Mowabu, imiborogo irumvikanira i Egalayimu, ikagera no ku mariba y'i Elimu.

9Amazi y'i Diboni yuzuyemo amaraso, kandi i Diboni hiyongereyeho n'ikindi cyago, intare igiye gutanyagura abarokotse ba Mowabu, abazaba basigaye mu gihugu.

## Izayi 16

### Impunzi za Mowabu ziganyira Yeruzalemu

1Nimwoherereze intama umutware w'igihugu, muhereye i Sela mukanyura ku butayu, mwerekeza ku musozi w'umwari wa Siyoni.

2Abakobwa b'i Mowabu barabuyera ku byambu bya Arunoni, boshye inyoni ziyagara, zirukanwe mu cyari cyazo.

3Baravuga bati «Tugire inama kandi udufashe! Ku manywa y'ihangu, udutwikirize igicucu cyawe nk'ijoro, uhishire ibicibwa, kandi ntutererane inzererezi.

4Wemere impunzi z'i Mowabu, zibone ubuhungiro iwawe, ubahishe ugambiriye kubarimbura. Nuko, igihe ugushikamirwa kuzaba kutakiriho, ukurimbura kukarangira burundu, n'utegekesha igituga akavanwa mu gihugu,

5ni bwo intebe y'ubwami bwawe izakomera, kubera ubuntu watugiriye, maze mu ihema rya Dawudi hazaganze umucamanza, ushishikarira kurenganura abarengana, no guca imanza zitabera.»

### Abamowabu bararirira igihugu cyabo

6Twumvise bavuga ukwikuza kurengutse kwa Mowabu, ubwibone bwayo, ubwikunde n'ubwikanyize, n'ubwirasi bwayo butagize icyo bumaze.

7None dore Abamowabu bararirira igihugu cyabo, dore bose baraboroga, bashavuye kandi bacitse intege, kubera udutsima tw'imizabibu bazanaga ho ituro i Kiri-Hareseti.


© 2012, Bible Society of Rwanda.

8Koko, imirima y'i Heshiboni imaze kuraba, kimwe n'umuzabibu w'i Sibima, wengwagamo divayi yasindishaga abatware b'amahanga, wari urambuye kugera i Yezeri no ku butayu, ukagaba amashami yawo hakurya y'inyanja y'Umunyu.

9Ni cyo gituma hamwe n'abantu b'i Yezeri, ndirira umuzabibu w'i Sibima; amarira yanjye akuhira Heshiboni na Eleyale, kuko igihe cy'umusaruro wanyu, mutazongera gutera indirimbo z'ibyishimo.

10Mu mirima yanyu ntihakiboneka ibyishimo n'umunezero, amashyi n'impundu ntibikirangwa no mu mizabibu yanyu. Ntibazongera kwengera divayi mu mivure, indirimbo z'ibyishimo zirarangiye.

11Ndahindaganwa nk'inanga, mbabajwe na Mowabu, n'umutima wanjye uraborogera Kiri-Heresi.

12Bazabona Abamowabu bakururuka, bagana ahirengeye, kugira ngo bajye mu ngoro gutakambira imana yabo: ariko nta cyo bazageraho.

13Ibyo ni byo Uhoraho yavuze kuri Mowabu kuva kera.

14None Uhoraho aravuze ati «Mu myaka itatu, itarengaho n'umunsi n'umwe, ab'ingenzi b'i Mowabu kimwe na rubanda bazasigara ari mbarwa. N'abazarokoka kandi, bazaba ari bake cyane, nta cyo bakimaze.»

## Izayi 17

### Ibyahanuwe kuri Damasi na Israheli

1Iteka ryaciriwe ku mugi wa Damasi. Damasi nticyongeye kwitwa umugi ukundi, ahubwo igiye guhinduka ikirundo cy'amabuye.

2Imigi yategekaga nticyongeye kwitabwaho ukundi, izaruhukirwamo n'amatungo nta n'uzayakoma imbere.

3Nta nkike zikomeye zizongera kubaho muri Efurayimu, i Damasi ntihazigera ubwami, n'abarokotse ba Aramu ntibazaruta ubwinshi Abayisraheli. Uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuze.

4Uwo munsi, icyubahiro cya Yakobo kizagabanuka, n'umubyibuho we uzashira.

5Bizamera nko mu gihe cy'isarura, iyo batema ingano bakagesa n'amahundo, cyangwa nko mu gihe bahumba amahundo, mu kibaya cy'Abarefayimu:

6hazasigara gusa uduhumbano, bimere mbese nk'iyo banyeganyeje umutini, hagasigara imbuto ebyiri cyangwa eshatu zo mu bushorishori, enye cyangwa eshanu zo ku mashami yera. Uwo ni Uhoraho Imana ya Israheli ubivuze.

### Itsembwa ry'ibigirwamana

7Uwo munsi, umuntu azahindukiza amaso yitegereze Uwamuremye, arebe

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Nyirubutagatifu wa Israheli.

8Ntazongera kwita ukundi ku ntambiro yiyubakiye, ku biti byeguriwe ibigirwamana cyangwa ibishushanyo by'izuba, byakozwe n'intoki ze.

9Uwo munsi kandi, imigi yanyu muzayihungamo, nk'uko byagendekeye Abahivi n'Abahemori, ubwo Abayisraheli babatahiranaga, isigare ari ubutayu buteye ubwoba,

10kuko wirengagije Imana, Umukiza wawe, ntiwibuke urutare rw'ubuhungiro bwawe. Wahinze mu busitani ibihingwa wishimira, ububibamo imbuto z'inyamahanga.

11Uwo munsi uzitera, ubona zirakuze, bucyeye bw'aho, ubona zitangiye kuzana imbuto, ariko igihe cy'isarura, umusaruro urabura, ayo makuba kandi akaba atagira umuti.

### Abarimbuzi birukanirwa ijoro rimwe

12Yoo! Mbega umuririmo w'imbaga nyamwinshi, boshye umururumo w'inyanja, n'ikiriri cy'amahanga nk'amasumo y'amazi!

13Mbega umuhindagano w'amahanga umeze nk'inkubi y'amazi magari! Nyamara Uhoraho arabanesheje, bahungiye kure, barayoyotse nk'umurama ugurukanywe n'umuyaga ku musozi, cyangwa se imbuto z'amahwa zitwawe na serwakira.

14Ku mugoroba byari biteye ubwoba, ariko bujya gucya, nta cyari kikiharangwa. Uwo ni wo mugabane w'abatwambura, kikaba n'igihembo cy'abadusahura.

## Izayi 18

### Intumwa z'abategetsi b'i Kushi ziburirwa

1Uragowe ! Wa gihugu we cyuzuye urusaku rw'amababa y'udukoko turi ku nzuzi z'i Kushi,

2wowe wohereza intumwa zinyuze mu nyanja, zikaza mu mato y'imfunzo hejuru y'amazi. Nimwihute, ntumwa zabuhiriye, mutahe iwanyu muri kiriya gihugu cy'abantu barebare b'umubiri unogereye, igihugu gitinywa kugera ku mpera z'isi, igihugu gikomeye kandi gishikamira abanzi, kikaba cyambukiranyijwe n'inzuzi.

3Yemwe, bantu batuye isi mwese, ubwo ikimenyetso kizigaragaza ku musozi, muzacyitegereze ! Naho ihembe nirivuga, muzatege amatwi.

4Kuko Uhoraho yambwiye ati «Nzigumira hamwe, maze nitegerereze aho ntuye, mere nk'ubushyuhe hejuru y'urumuri, cyangwa nk'urwokotsi, igihe cy'ubushyuhe bw'isarura.

5Nuko ahagana igihe cy'isarura, ururabyo ruhunduye, amahundo amaze guhisha, imbuto bazitemesha umuhoro, naho amashami adafite akamaro akajugunywa,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[6]ibyo byose bizagabizwe inkongoro zo ku misozi n'inyamaswa z'inkazi. Inkongoro zizahamara impeshyi yose, inyamaswa z'inkazi zose, zihugame itumba.»

[7]Icyo gihe, mu gihugu cy'abantu barebare b'umubiri unogereye, igihugu gitinywa kugera ku mpera z'isi, igihugu gikomeye kandi gishikamira abanzi, kikambukiranywa n'inzuzi, kizazanira amaturo Uhoraho, Umugaba w'ingabo ku musozi wa Siyoni aho aganje.

## Izayi 19

### Ibyahanuwe kuri Misiri

[1]Iteka ryaciriwe ku gihugu cya Misiri. Dore Uhoraho aragendera mu bicu byihuta: aje mu Misiri. Ibigirwamana byaho bizahinda umushyitsi imbere ye, na Misiri ubwayo icike intege.

[2]Nzateranya Abanyamisiri basubiranemo, buri muntu arwane n'umuvandimwe cyangwa umuturanyi we, umugi urwane n'undi, n'ingoma zisubiranemo.

[3]Abanyamisiri bazata umutwe, bityo mburizemo umugambi wabo. Nuko biyambaze ibigirwamana byabo, abacunnyi, abashitsi n'abapfumu babo.

[4]Nzabateza ubutegetsi bw'igitugu, umwami w'umunyamaboko azabategeke. Uwo ni Nyagasani Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuze.

[5]Amazi y'inyanja azarigita, uruzi rukame hume,

[6]imigezi izahinduka umunuko, amashami y'uruzi rwa Misiri azagabanuka, akame, bityo imbingo n'imfunzo zumirane.

[7]Urufunzo rwo ku nkombe za Nili, n'urw'aho yirohera mu nyanja, mbese ibimera byose ku nkombe y'uruzi bizume, bishireho, he kugira na kimwe gisigara.

[8]Abarobyi bazashavura, abarobesha indobani muri Nili baganye, n'abatega imitego mu mazi bazongwe bose.

[9]Abahinzi b'ibihingwa bivamo ubudodo bazashoberwe, abadozi n'ababoshyi b'imyenda basuherwe,

[10]abategura ibinyobwa bazakuke umutima, n'abenga amayoga bacikemo igikuba.

[11]Abatware b'i Tanisi ni ibigoryi rwose, inama y'abajyanama ba Farawo ni amanjwe. Mushobora mute kubwira Farawo, muti «Ndi umuhanga, ndi uwo mu nkomoko y'abami ba kera» ?

[12]Abahanga bawe se bari hehe? Nibakwigishe rero, kandi bakumenyeshe umugambi w'Uhoraho, Umugaba w'ingabo, werekeye Misiri.

[13]Abatware b'i Tanisi bahindutse ibigoryi, ab'i Memfisi bibereye mu nzozi, bariho barayobya Misiri, kandi ari bo gahuzamiryango.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14Uhoraho yabatesheje umutwe, bityo bayobya Misiri mu byo ikora byose, boshye umusinzi wigaragura mu birutsi bye.

15Kuva ku muntu wo hejuru kugera ku uciye bugufi mu Misiri, kuva ku bakomeye kugera ku boroheje, nta n'umwe uzagira icyo ageraho kimufitiye akamaro.

### Abanyamisiri n'Abanyashuru bazahindukirira Uhoraho

16Uwo munsi, Abanyamisiri bazamera nk'abagore, bazahahamuka kandi batengurwe, nibabona Uhoraho Umugaba w'ingabo, abanguye ukuboko kugira ngo abatsembe.

17Igihugu cya Yuda kizahora gikangaranya Abanyamisiri, buri gihe uko bazajya babwirwa amateka yacyo bahinde umushyitsi, kubera umugambi w'Uhoraho Umugaba w'ingabo, werekeye Misiri.

18Uwo munsi kandi, imigi itanu yo mu Misiri izavuga igihebureyi, bityo igirane isezerano n'Uhoraho Umugaba w'ingabo. Umwe muri iyo migi ukazitwa Iri-Haheresi, ari byo kuvuga ngo: umugi w'uburimbuke.

19Uwo munsi, hazubakwa urutambiro rw'Uhoraho rwagati mu gihugu cya Misiri, n'inkingi yeguriwe Uhoraho ahagana ku mupaka.

20Icyo kizaba ikimenyetso n'intangamugabo ko Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ari mu gihugu cya Misiri. Igihe bazatakambira Uhoraho bugarijwe n'ababisha, azabohereza umukiza ubatabara, ababohoze.

21Uhoraho azimenyesha Abanyamisiri, uwo munsi na bo bamumenye. Bazamutura ibitambo n'andi maturo, bagirire Uhoraho amasezerano kandi bayakomeze.

22Nuko rero, niba Uhoraho yarahannye bikomeye Abanyamisiri, noneho agiye kubakiza: bazagarukire Uhoraho uzababababarira, akabakiza.

23Uwo munsi hazaboneka umuhanda uhuza Misiri na Ashuru, Abanyashuru bajye mu Misiri, n'Abanyamisiri baze muri Ashuru. Abanyamisiri bazasenga Imana ya Israheli kimwe n'Abanyashuru.

24Uwo munsi rero, Israheli izaza ari iya gatatu kuri Misiri na Ashuru, ari na yo,

25Uhoraho Umugaba w'ingabo, azaheramo isi umugisha muri aya magambo: Nigire umugisha Misiri igihugu cyanjye, na Ashuru igikorwa cy'ibiganza byanjye, na Israheli umugabane wanjye!

## Izayi 20

### Izayi agenda nta nkweto nta n'imyambaro

1Umwaka umugaba mukuru w'ingabo, woherejwe na Sarugoni, umwami wa Ashuru, ateye Ashidodi akanayigarurira...


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2Icyo gihe Uhoraho yari yahaye Izayi mwene Amosi ubutumwa, agira ati «Genda wiyambure ikigunira ukenyeye, ukuremo n'inkweto mu birenge.» Nuko abigenza atyo, agendera aho, nta mwabaro nta n'inkweto.

3Uhoraho aravuga ati «Umugaragu wanjye Izayi yagendeye aho nta mwambaro, nta n'inkweto — bikazaba imyaka itatu yose — bikaba ikimenyetso gicira amarenga Misiri na Kushi.

4Kandi koko, umwami wa Ashuru azanyaga imfungwa z'Abanyamisiri n'Abanyakushi, abajyane bunyago, abasore n'abasaza nta mwambaro, nta n'inkweto, amatako yabo yanamye, kugira ngo akoze isoni Abanyamisiri.

5Abiringiraga Kushi bakiratana Misiri, bazagira ubwoba, bakorwe n'ikimwaro.

6Nuko abatuye hano bazavuge bati «Ngaho rero, aba ni bo twari twiringiye ngo duhungire iwabo badutabare, banadukize umwami wa Ashuru. Ubu se noneho twe tuzerekeza he?»

## Izayi 21

### Ugutsindwa kwa Babiloni

1Iteka ryaciriwe ku butayu bwo ku nyanja Ng'uwo araje, aturutse mu butayu, mu gihugu giteye ubwoba, arahutera nk'inkubi y'umuyaga yambukiranya Negebu.

2Ni ibintu biteye ubwoba neretswe: «Umugambanyi ariho aragambana, umurimbuzi ararimbura. Elamu, ngaho zamuka utere; namwe, Bamedi, nimufate umugi! Kuko ngiye guhoza abari mu maganya bose.»

3None ndumva impyiko zimbaga, nafashwe n'ububabare nk'umugore uramutswe. Meze nabi bituma ntumva, mfite n'ubwoba simbona.

4Nataye ubwenge, ndatengurwa kubera ubwoba, amafu y'umugoroba nifuje, ampindukiyemo iterabwoba.

5Ameza yateguwe, ibirago byadanduwe, bariho bararya kandi baranywa... · ·.. Nimuhaguruke, batware b'imitwe ! Musige amavuta ingabo zanyu z'imitamenwa.

6Kuko Nyagasani yambwiye ati «Genda, ushyireho umunetsi, abamenyeshe ibyo areba.

7Nabona igare rikururwa n'amafarasi abiri, cyangwa ugendera ku ndogobe no ku ngamiya, azitonde kandi yitegereze neza !»

8Nuko umunetsi atera hejuru, ati «Shobuja, umunsi wose mba ndi ku izamu, nkarara mpagaze ijoro ryose nkora uwo murimo.

9None dore ibyo mbona: Haje umuntu uri ku igare rikururwa n'amafarasi abiri.» Arongera ati «Babiloni iratsinzwe, iraneshejwe Babiloni, n'ibishushanyo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

by'ibigirwamana byayo bishiriye ku butaka, bihindutse ivu.»

10Muryango wanjye, wowe Uhoraho yahondaguye, boshye imyaka bahurira ku mbuga ; ibyo ni byo numvanye Uhoraho, Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli, none ndabikumenyesheje.

### Ibyahanuwe kuri Edomu

11Iteka ryaciriwe kuri Duma. Ijwi riturutse i Seyiri rirabaza riti «Yewe wa munyezamu we, ijoro rigeze he ? Mbese ijoro ryaba rigeze he, wa munyezamu we ?»

12Umunyezamu arasubiza ati «Bugiye gucya, ariko bwongere bwire. Niba mushaka kongera kumbaza, muze kugaruka.»

### Ibyahanuwe kuri Arabiya

13Iteka ryaciriwe kuri Arabiya. Bagenzi b'i Dedani mwe, mu bihuru byo muri Arabiya ni ho muzarara.

14Naho mwe, baturage b'i Tema, nimujye gusanganira abishwe n'inyota, nimubashyire amazi yo kunywa. Nimusanganire impunzi, muzishyire umugati,

15kuko ziriho zihunga inkota, inkota yakuwe mu rwubati, zirahunga imiheto ifoye, zigahunga n'amakuba y'intambara.

16Nyamara dore ibyo Nyagasani yambwiye: Hasigaye umwaka umwe gusa, utarengaho n'umunsi n'umwe, maze ikuzo ryose ry'i Kedari rikarangira,

17hakazasigara mbarwa mu banyamiheto b'ingabo z'i Kedari. Uwo ni Uhoraho, Imana ya Israheli ubivuze.

## Izayi 22

### Ab'i Yeruzalemu bakwiriye kurira aho kunezerwa

1Iteka ryaciriwe ku kibaya cy'ibonekerwa. Ubaye ute se, wa mugi we? Ni iki gitumye abagutuye bose bazamuka ahitaruye hejuru y'amazu?

2Ni kuki wuzuyemo urusaku n'umuvurungano, wa murwa we warangwagamo umunezero? Abantu bawe bapfuye ntibishwe n'inkota, yewe nta n'ubwo baguye ku rugamba.

3Abagaba b'ingabo bawe bose barahunze, bagizwe imfungwa batarasanye. Abatahuwe bose bagizwe imbohe, ndetse n'abari barahungiye kure.

4Ni cyo gitumye ngira nti «Nimuhindukire, mwindeba, mundeke niririre ayo kwarika, ntimwirushye mumpoza, kubera umubabaro ntewe n'ukurimburwa k'umuryango wanjye !»

5Koko uwo munsi uteye ubwoba, ni umunsi w'uburimbuke n'ubuhahamuke, watejwe na Nyagasani Uhoraho, Umugaba w'ingabo. Inkike iratembye mu kibaya

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

cy’ibonekerwa, n’induru zirarengera mu misozi.

6Abo muri Elamu bitwaje imitana, bazamutse ku magare akururwa y’intambara, naho ab’i Kiri bitwaje ingabo zabo z’imitamenwa.

7Ibibaya byawe byiza cyane, byuzuyemo amagare y’intambara, abanyamafarasi bashinze ibirindiro ku marembo yawe,

8Yuda yabuze kirengera. Uwo munsi mwibutse gusuzuma intwaro zanyu, zibitswe mu nzu yitwa iy’Ishyamba,

9mwibonera ukuntu ibyuho ari byinshi mu murwa wa Dawudi. Amazi muyakoranyiriza mu kigega cyo mu majyepfo,

10mubarura amazu y’i Yeruzalemu, amwe murayasenya, ngo mubone ubukomeza inkike.

11Mufukura ikibumbiro hagati y’inkike zombi, kugira ngo muyoboremo amazi yo mu kigega cyari gisanzwe. Ariko ntimwazirikanye uwatumye ibyo byose bikorwa, ntimwita ku Uwabihanze, kuva kera na kare.

12Uwo munsi, Nyagasani Uhoraho, Umugaba w’ingabo, yabahamagariye kurira no kuganya, kwiyogoshesha no kwambara ibigunira,

13none bo bibereye mu byishimo n’umunezero, barakinja ibimasa, bagasogota intama, bararya inyama, bakanywa na divayi, bavuga bati «Turye, tunywe, ejo tuzipfire!»

14Nyamara, dore ibyo namenyeshejwe n’Uhoraho, Umugaba w’ingabo: «Noneho ubwo mutapfuye, icyo cyaha ntimuzakibabarirwa.» Nyagasani Uhoraho, Umugaba w’ingabo arabirahiriye.

### Ibyaburiwe Shebuna, umutware w’ingoro y’umwami

15Nyagasani Uhoraho, Umugaba w’ingabo avuze atya: Jya kureba uwo munyabintu Shebuna, umutware w’ingoro y’umwami, umubwire uti

16«Ufite munani ki hano, cyangwa se ababyeyi uhafite ni abahe, kugira ngo wicukurire imva ndende imeze nk’inzu, witeganyirize ubushyinguro bwawe mu rutare?

17Ni cyo gitumye Uhoraho agiye kukugaragura, wa gihangange we ! Agiye kugupfunyika,

18akujugunye wizingazinze nk’umupira mu gihugu kigari. Aho ni ho uzapfira, wowe n’amagare yawe wiratana, kubera isoni wakojeje inzu ya shobuja !

19Ngiye kukwirukana ku murimo wawe, nkunyage umwanya wawe.

20Uwo munsi kandi, nzahamagara Eliyakimu, mwene Hilikiyahu, umugaragu wanjye,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

21nzamwambike ikanzu yawe, mukenyeze umukandara wawe, mugabire ubutware bwawe, azabere umubyeyi abatuye Yeruzalemu n'abo mu nzu ya Yuda.

22Nzashyira ku ntugu ze urufunguzo rw'inzu ya Dawudi, nakingura, he kugira ushobora gukinga, nakinga, he kugira ukingura.

23Nzamushyigikira akomere nk'inkingi ishinze ahantu hakomeye, azabe intebe y'ikuzo ry'inzu ya se.

24Amashami yose y'umuryango we, ayoroshye n'akomeye, azamujishweho, nk'uko bajisha ibikoresho byose byo mu gikoni: ibibindi, ibicuma, inzuho n'ibindi, ku giti kimwe.

25Uwo munsi, uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo ubivuga: icyo giti gishimangiye ahantu hakomeye kizashinguka, cyiture hasi, nuko ibizaba bikijisheho byose bimenagurike ; kuko Uhoraho yabivuze.

## Izayi 23

### Ibyahanuwe kuri Tiri

1Iteka ryaciriwe kuri Tiri. Mato y'i Tarishishi nimworome, kuko i Tiri harimbutse ; ntihagire inzu n'imwe isigara. Iyo nkuru bakaba bayimenye baturutse mu kirwa cya Shipure.

2Nimuceceke, mwebwe abatuye ku nkombe z'inyanja, namwe, bacuruzi b'i Sidoni, mwanyuzaga ibintu byanyu mu nyanja, mukoresheje intumwa zanyu.

3Imyaka yabibwaga kuri Nili n'umusaruro w'aho, n'ibyanyuzwaga mu mazi magari, ni wowe byaramiraga: wari isoko ry'amahanga.

4Mbega ngo urakorwa n'ikimwaro, Sidoni, umugi ukomeye wo ku nyanja! Nuko Inyanja ifata ijambo, iravuga iti "Sinigeze ndamukwa kandi sinabyaye, nta bahungu nareze, nta n'abakobwa nabyiruye."

5Misiri niramuka ibimenye izababara, nk'imaze kumva inkuru y'i Tiri.

6Nimwambuke inyanja mugere i Tarishishi, nimurire mwebwe, abatuye ku nkombe z'inyanja!

7Mbese uyu ni wo murwa wanyu, warangwaga n'umunezero, umurwa wahozeho kera na kare, woherezaga abawo gutura mu bihugu bya kure?

8Ni nde waba yarafatiye Tiri uyu mugambi, yo yahoze yambika abami amakamba? Abacuruzi bayo bari ibikomangoma, abahashyi bayo bakaba ibikomerezwa byo ku isi!

9Ni uhoraho, Umugaba w'ingabo, wabigambiriye, kugira ngo asuzugure ubwibone bw'abubahwaga, ahinyuze ibikomerezwa byose by'isi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Hinga ubutaka bwawe, mwari w'i Tarishishi, nk'uko abaturiye Nili babigira, kuko nta cyambu kigihari.

11Uhoraho yabanguye ukuboko kwe ku nyanja, ahindisha umushyitsi ibihugu; yategetse ab'i Kanahani gutsemba inkike zayo zikomeye.

12Yaravuze ati "Ntuzongere kwishima ukundi, mwari w'i Sidoni, kuko bakwigabije ku gahato kandi wari isugi. Haguruka ugende unyuze i Shipure, naho kandi ntuzahabona uburuhukiro."

13Witegereze igihugu cy'Abakarideya: uwo muryango ntukibaho. Abanyashuru bahahinduye icyanya cy'inturo; bari bahubatse iminara y'ubutasi n'amazu akomeye, ariko byose babihinduye amatongo.

14Nimworome, mato y'i Tarishishi, kuko inkike zanyu zikomeye zaridutse.

15Guhera uwo munsi, Tiri izibagirana igihe cy'imyaka mirongo irindwi, mbese iminsi ihwanye n'iy'ubuzima bw'umwami umwe gusa. Ariko, iyo myaka mirongo irindwi nishira, i Tiri hazaboneke ibivugwa muri iyi ndirimbo ku mugore w'indaya:

16"Fata inanga, uzenguruke umugi, wa ndaya we yibagiranye! Ucurange uko ubishoboye, usubire mu ndirimbo yawe, kugira ngo babone ubukwibuka."

17Imyaka mirongo irindwi nishira, Uhoraho azagenderera ab'i Tiri, bongere babe indaya z'ibihugu byose biri ku isi, bisubirane inyungu zabo.

18Ariko noneho ibicuruzwa n'urwunguko rwabo, bizegurirwe Uhoraho. Ntibizarundwa cyangwa ngo bizahunikwe ukundi, ahubwo bizahabwa abahora imbere y'Uhoraho, kugira ngo barye bijute kandi bambare n'imyambaro ikomeye.

## Izayi 24

### AMAKUBA N'IBYISHIMO BIZABA MU BIHEBYA NYUMA

#### Umuvurungano n'umubabaro ku isi

1Dore Uhoraho agiye kuyogoza isi no kuyirimbura, ayihindure ukundi, atatanye abayituye:

2abaherezabitambo kimwe n'imbaga, umutware kimwe n'umugaragu, umugore kimwe n'umuja, umucuruzi kimwe n'umuguzi, uguzwa kimwe n'ugurizwa, ugomba kwishyura n'uwishyurwa.

3Isi izarimbuka ishireho burundu, nk'uko Uhoraho yabivuze.

4Igihugu kiri mu cyunamo, kirononekara, isi yose iriho irakendera, ijuru na ryo ryacitse intege kimwe n'isi.

5Isi yahindanyijwe n'abayituye, kuko baciye ku mategeko, baciye ku mabwiriza, bica isezerano ry'iteka bagiranye n'Uhoraho.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6Ni yo mpamvu umuvumo uyogoje isi, ugakururira amakuba abayituye; none abatuye isi bakaba bashizeho, hagasigara mbarwa.

### Umurwa w'abanyagitugu ubaye amatongo

7Divayi nshya iri mu mubabaro, umuzabibu urarabiranye, abari bamerewe neza bose baraganya.

8Amajwi y'ingoma yanezezaga ararangiye, isahinda ry'abanezerewe rirashize, n'amajwi ashimishije y'inanga arahwekereye.

9Nta bakinywa divayi baririmba, ibinyobwa bikomeye bisigaye bibarurira.

10Umurwa w'akajagari ubaye amatongo, amazu yose akinzwe ubudakinguka.

11Mu mihanda y'umugi barabaririza divayi, umunezero wose wayotse, ibyishimo ntibikirangwa mu gihugu.

12Umugi usigaye ari amatongo, n'irembo ryawo ryarimbutse.

13Igihugu kirakendereye kimwe n'abagituye, boshye imizeti yahuruweho imbuto, cyangwa imihumbano y'umuzabibu, nyuma y'isarura.

### Impande zose baratakambira Uhoraho

14Abarokotse ngaho bahanitse amajwi, barariririmba icyubahiro cy'Uhoraho, abo ku nkengero y'inyanja, basabagijwe n'ibyishimo.

15Mu burasirazuba barasingiza Uhoraho, mu birwa byo mu nyanja bararata izina ry'Uhoraho, Imana ya Israheli.

16Twumvise n'abo mu mpera z'isi baririmba bati «Nasinginzwe Nyir'ubutungane!»

### Nta n'umwe uzarokoka Uhoraho

Ariko ndibwira nti «Nta bwo! Ndahejeje! Noneho ndagowe!» Abagambanyi baragambanye! Mbega ubugambanyi! Abagambanyi baragambanye!

17Ubwoba, umwobo n'umutego, ng'ibyo ibikugarije wowe utuye iki gihugu.

18Uzahunga urusaku ruteye ubwoba, azagwa mu mwobo; nazamuka mu mwobo, afatwe mu mutego. Ingomero zo mu ijuru zafunguwe, imfatiro z'isi zitangiye kunyeganyega.

19Isi iriyashije, iratarata, iratigita.

20Isi iradandabiranye nk'umusinzi, irayegayeze boshye inzu ijya gutemba, icyaha cyayo kirayiremereye, yirunze hasi, kandi ntigishoboye kuhiyegura.

21Uwo munsi, mu ijuru, Uhoraho azahana ingabo zihari , naho ku isi, ahane abami b'aho.

22Bazarundwa mu mwobo ari imbohe, bashyirwe mu munyururu, ariko nibahamara


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

igihe kirekire, bazashyikirizwe ubucamanza.

[23]Nuko ukwezi kuzahindure ibara, gukorwe n'isoni, izuba ryijime, rimware, kuko Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ari we mwami w'umusozi wa Siyoni n'uwa Yeruzalemu kandi ikuzo rye rikabengerana mu maso y'abakuru b'umuryango.

## Izayi 25

### Uhoraho, umurinzi w'abanyantegenke

[1]Ndagusingiza Uhoraho, uri Imana yanjye, ndamamaza izina ryawe, kuko wakoze ibitangaza bikomeye kandi bidahinduka, wagambiriye kuva kera na kare.

[2]Umugi wawugize igishyinga cy'amabuye, umurwa ukikijwe inkike uwuhindura amatongo. Ikigo gikomeye cy'abanyamahanga ntikitwa umugi, nta n'ubwo kizongera kubakwa ukundi.

[3]Ni cyo gituma umuryango ukomeye uzagukuza, umurwa w'abatware b'amahanga ukagutinya,

[4]kuko uri umurinzi w'abanyantegenke, umukene uri mu byago ukamubera ikiramiro. Uri ubuhungiro igihe cy'imvura y'impangukano, n'agacucu igihe cy'icyokere. Koko uburakari bw'ababisha ni nk'inkubi y'umuyaga,

[5]cyangwa nk'icyokere ku butaka bwumiranye. Ucubya ubukana bw'abanyamahanga, boshye igicucu cy'igihu kizimya icyokere, ugacogoza n'imihigo y'ababisha.

### Umunsi mukuru w'amahanga yose

[6]Uhoraho azakorera amahanga yose umunsi mukuru kuri uyu musozi , abazimanire inyama z'ibinure, banywe divayi iryohereye, abahe inyama zoroshye na divayi imininnye neza.

[7]Azatanyagurira kuri uyu musozi, umwenda wari ubambitse hejuru y'imiryango yose, n'igishura cyari cyoroshe amahanga yose.

[8]Azatsemba burundu icyitwa urupfu, Uhoraho Imana, ahanagure amarira ku maso yose, avaneho ikimwaro cy'umuryango we, mu gihugu cyose. Ibyo ni Uhoraho ubwe wabivuze.

[9]Uwo munsi bazavuga bati «Uhoraho ni we Mana yacu. Twaramwiringiye aratubohora, amizero yacu ari muri Uhoraho. Nitwishime, tunezerwe, kuko aducungura.»

### Abamowabu bazakorwa n'isoni

[10]Uhoraho agiye kuramburira ukuboko kwe kuri uyu musozi. Ariko Mowabu izaribatwa ihinduke inoge, imere nk'ibyatsi byaribatiwe mu kimpoteri cy'ifumbire.

[11]Aho ni ho azaramburira amaboko, nk'uko abagiye koga babigenza. Ubwibone bwabo buzacogora, kimwe n'ibikorwa by'ibiganza byabo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12Inkuta zitamenwa z'inkike zawe, Uhoraho arazirimbuye, azisenye, azihirike hasi mu mukungugu.

## Izayi 26

### Indirimbo: Dufite umurwa ukomeye

1Uwo munsi, mu gihugu cyose cya Yuda, bazatera iyi ndirimbo, bagira bati «Dufite umurwa ukomeye; Uhoraho, kugira ngo aturengere, yawuzengurukijeho inkike icinyiye.

2Nimwugururre amarembo! Ryinjire, ihanga ry'intungane kandi ry'indahemuka.

3Umugambi wawe ntukuka: Uzabakomeza mu mahoro, kuko amizero yabo ari muri wowe.

4Nimwizere Uhoraho iteka ryose, we rutare ruhoraho,

5kuko yacogoje abari batuye mu bitwa, umurwa ukomeye arawurimbura, uratsiratsizwa, maze awuziringa mu mukungugu.

6Abiyoroshya bazawuribata, n'abanyantegenke bawunyukanyuke.»

### Isengesho: Turakwizeye Nyagasani

7Inzira y'umuntu w'intungane iraboneye, nawe Uhoraho, urayimutunganyiriza.

8Mu nzira udutegeka kunyuramo, Uhoraho turakwiringira, icyo twifuza, ni ukurata izina ryawe.

9Ijoro ryose ndakuzirikana, nkagushakashaka n'umutima wanjye, kuko iyo amategeko yawe akurikizwa ku isi, abayituye bayamenyeraho ubutungane.

10Ariko iyo bababariye umugome, ntamenya ubutabera icyo ari cyo. Akora nabi mu gihugu cy'ubutungane, ntabone ikuzo ry'Uhoraho.

11Wabanguye ukuboko kwawe, Uhoraho, ntibakubona, nyamara bazabona ishyaka urwanirira umuryango wawe, bakorwe n'isoni, kandi batwikwe n'umuriro wagenewe abanzi bawe.

12Ni wowe uduha amahoro, Uhoraho; ukadusohoreza ibyo dukora byose.

13Uhoraho, Mana yacu, abandi bategetsi bigeze kudutegeka, ariko ni izina ryawe ryonyine twiyambaza.

14Ubwo abapfuye batazongera kubaho, ntibazashobora kweguka ukundi, warabateye urabarimbura, urabasibanganya ubutazagira urwibutso.

15Watugize umuryango ukomeye, wowe Uhoraho, utugira ihanga rikomeye, ugaragaza utyo ikuzo ryawe, kandi wagura imipaka y'igihugu cyacu.

16Mu mubabaro wacu twarakwirukiye, igihe uduhannye turagutakambira.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17Imbere yawe, Uhoraho, twari tumeze nk'umugore utwite, uhindagana kuko ari hafi
kubyara, agatakishwa n'ububabare.

18Natwe twari dutwite, turi mu mibabaro y'iramukwa, ariko tumera nk'aho tubyaye
umuyaga: nta bwo twazaniye isi agakiza, cyangwa ngo tuyibyarire abaturage bashya.

19Abawe bapfuye bazongera kubaho, imirambo yabo izazuka. Mwebwe abari mu
mukungugu, nimukanguke, nimusabwe n'ibyishimo! Kuko ikime cy'Uhoraho ari
urumuri rutonyanga ku isi, bityo abari barapfuye bazagaruke imusozi.

### Uhoraho ahanira abantu ibicumuro byabo

20Muryango wanjye, genda winjire iwawe, kandi ufunge inzugi zombi. Ihishe akanya
gato, uburakari bugiye guhita.

21Dore Uhoraho asohotse iwe, kugira ngo ahane abatuye isi kubera ubugome bwabo.
Isi igiye gutahurwaho amaraso yamennye, kandi ntizongera guhisha imirambo
y'abapfuye.

## Izayi 27

1Uwo munsi, Uhoraho azatabara, afite inkota nini, ityaye kandi ikomeye, atere icyo
gikoko Leviyatani , ya nzoka yihotagura kandi yihuta, yice Ikiyoka cyo mu nyanja.

### Umuzabibu w'Uhoraho

2Uwo munsi, muzaririmba umuzabibu utagira uko usa:

3Jye, Uhoraho ndawumenya, nkawuvomerera buri gihe. Ndawurinda amanywa
n'ijoro, kugira ngo batawangiza.

4Nta bwo njya ndakara, iyo nywubonyemo amahwa n'imifatangwe, ahubwo
ndayatema nkayarunda hamwe, maze nkayatwika.

5Ariko uzanyiringira, tuzabana mu mahoro, koko amahoro azaba yose hagati yacu.

### Ukubabarirwa kwa bene Yakobo

6Mu bihe bizaza, bene Yakobo bazashinga imizi bundi bushya, Israheli izapfundika
yere ururabyo, imbuto zarwo zikwire ku isi.

7Uhoraho se yaba yarabahannye, uko yahannye ababakubitaga ? Yaba se yarabishe,
uko yishe ababicaga ?

8Oya! Ahubwo yabaciriye urubanza, abamenesha mu gihugu, yabirukanye umunsi
umwe, akoresheje umwuka we ukaze, n'inkubi y'umuyaga uturutse mu
burasirazuba.

9Ni na ko icyaha cya bene Yakobo kizahanagurwa, maze bagakira ingaruka
z'igicumuro cyabo: Amabuye yose yari yubatse urutambiro bazayahindura ivu,
boshye ishwagara yashongeshejwe ; ibiti byeguriwe ibigirwamana n'ibishushanyo


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

by'izuba, byoye kuzashingwa ukundi.

### Umugi ukomeye utereranwa

10Umugi wari ukomeye uzasigarire aho, waratereranywe nk'ubutayu butagituwe.
Inyana zizahahuka, zinaharare, kandi zirishe amashami y'ibihuru.

11Ayo mashami namara kugwengera, abagore bazayavunagure, maze bayacane. Ni
koko uyu muryango ntiwumva ; ni yo mpamvu Uwawuremye atawugiriye impuhwe,
Uwawuhanze ntawubabarire.

### Igaruka ry'abajyanywe bunyago

12Uwo munsi, Uhoraho azahura imyaka ye, uhereye ku ruzi rwa Efurati kugeza ku
mugezi wa Misiri. Nuko mwebwe Abayisraheli, muzasarurwe mutyo, umwe umwe.

13Uwo munsi kandi, ihembe rirangira rizavuga, abatataniye mu gihugu cya Ashuru,
hamwe n'abirukanywe mu gihugu cya Misiri, bose baze bapfukamire Uhoraho, ku
musozi mutagatifu, i Yeruzalemu.

## Izayi 28

## IBURIRWA RYA ISRAHELI NA YUDA

### Umuhengeri usenya Samariya

1Uragowe! Wowe kamba ry'ubwibone bw'abasinzi b'i Efurayimu. Uzabona ishyano,
wowe wubatswe hejuru y'ikibaya kirumbuka, kuko umeze nk'indabyo zumiranye,
zitatse ku mutwe w'abazahajwe na divayi.

2Dore umurwanyi ukomeye , aturutse kuri Uhoraho, ameze nk'amahindu y'urubura
n'inkubi y'umuyaga urimbura, cyangwa se umuhengeri utumbagira amazi akarenga
inkombe, azatsemba byose n'ingufu nyinshi.

3Azaribata rya kamba ry'ubwibone bw'abasinzi b'i Efurayimu,

4na za ndabyo zumiranye zitatse ku mutwe w'abatuye hejuru y'ikibaya kirumbuka.
Bazamera nk'imbuto y'umutini, ihishije mbere y'icyi: uyirabutswe wese, agahera ko
ayifata akayimira.

5Uwo munsi, Uhoraho Umugaba w'ingabo, azaba ikamba ribengerana, urugori
n'umutako, bitatse ku mutwe w'abasigaye b'umuryango we.

6Ni we mwuka w'ubutabera w'abaca imanza zitabera, akaba ubutwari bw'abirukana
umwanzi mu marembo y'umugi.

### Abasinzi bashungera Izayi

7Abaherezabitambo n'abahanuzi barayobye kubera divayi, baradandabirana kubera
ibinyobwa bikaze, ibiyobyabwenge birabayobeje na divayi irabatabitse,
baradandabirana kubera ibinyobwa bikaze, barayoba mu ibonekerwa ryabo,
bakibeshya igihe bahanura.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8Ameza yabo yuzuyeho ibirutsi binuka, imyanda yabo bayikwije ahantu hose.

9Barabazanya bati «Mbese ni bande uriya muhanuzi ashaka kwigisha ? Ni bande yaba ashaka gusobanurira iby'ibonekerwa rye ? Ni abana se bamaze gucuka, cyangwa ni abakiri ku ibere,

10ku buryo yatinyuka kutubwira ngo

'Ca aha, icara, gira utya, tatata, dadada '?

11Nyamara kandi, ni muri iyo mvugo ididimanga, muri urwo rurimi rw'amahanga, Uhoraho azavugana n'umuryango we.

12We wari warababwiye ati «Dore ikiruhuko, nimureke unaniwe aruhuke, aha ni ahantu h'uburuhukiro.» Nyamara ntibashatse kumwumva.

13Bityo ijambo ry'Uhoraho kuri bo, rizabe rya rindi: «Ca aha, icara, gira utya, tatata, dadada!» Nibaba bagenda, bazitura hasi, babirinduke, bavunike umugongo, bafatwe n'umutego ubutazawuvamo.

### Abagira Yeruzalemu inama mbi nibasigeho !

14Nuko rero, nimutege amatwi ijambo ry'Uhoraho, mwe bashungerezi, bategeka uyu muryango w'i Yeruzalemu.

15Muravuga muti «Twagiranye isezerano n'urupfu, duhana igihango n'ab'ikuzimu. N'ubwo haza icyorezo gikaze nticyadushyikira, kuko dufite ikinyoma ho ubuhungiro, uburyarya bukaba ubwugamo bwacu.»

16Nyamara, Nyagasani Imana avuze atya: Dore nshyize muri Siyoni ibuye rikomeye, ibuye ry'insanganyarukuta kandi ry'agaciro gakomeye, kugira ngo ribabere ifatizo. Uzaryishingikiriza wese, nta bwo azanyeganyega.

17Ubutungane buzambera inago yo gupimisha, ubutabera bumbere imbaho y'amazi. Urubura ruzakubura ubuhungiro bw'ikinyoma, amazi ahitane ubwugamo bwanyu.

18Isezerano ryanyu n'Urupfu rizasibangana, igihango cyanyu n'ikuzimu ntikizafata. Icyorezo gikaze rero nikiza, kizabayogoze.

19Buri gihe uko kije kizabageraho, kuko kizahita buri gitondo, ku manywa na nijoro, igihe muzacyumva muzagira ubwoba bukabije.

20Uburiri buzaba bugufi, ku buryo umuntu atarambya, ikiringiti kibe gito, ku buryo yiyorosa ntikimukwire.

21Uhoraho agiye guhaguruka, uko yabigenje ku musozi wa Perasimu, arakare nko mu kibaya cya Gibewoni, kugira ngo arangize igikorwa cye kidasanzwe, asoze umurimo we w'agatangaza.

22None rero, ntimukongere ukundi kumuseka, hato ingoyi zanyu zitarushaho

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kubakanaga, kuko Nyagasani, Uhoraho Umugaba w'ingabo, ambwiye ko yamaze gufata umugambi wo kurimbura igihugo cyose.

### Imigani ibiri yerekeye ku buhinzi

23Nimutege amatwi munyumve! Nimwitonde, mwumve amagambo yanjye!

24Mbese umuhinzi ujya guhinga umurima we, amarira igihe cye cyose mu kurima, gutabira, cyangwa se mu gucoca amasinde gusa?

25Ntageza aho agasanza ubutaka bwe, hanyuma akabibamo umurama w'icyatsi gihumura neza, ingano nini n'inkori, n'andi moko yose y'imbuto, n'ibigori ku ruhande.

26Nuko rero, Imana ni yo imwerekera, ikamwigisha.

27Icyatsi gihumura neza ntigihurishwa imashini, cyangwa ngo gihonyozwe inziga z'amagare, ahubwo icyatsi gihumura neza gihurishwa ikibando kigahonyozwa inshyimbo.

28Ingano se zo zihurwa ku buhe buryo? Iyo bazihura ntibazisya burundu, bazinyuza hejuru imashini n'igare riyikurura, ariko bakirinda kuzimenagura.

29Ibyo na byo bikomoka kuri Uhoraho, Umugaba w'ingabo, wigaragaza nk'umujyanama mwiza, n'umuhanga mu kumenya gukora.

## Izayi 29

### Yeruzalemu yatereranywe, hanyuma ikibukwa

1Yewe Ariyeli, Ariyeli ! Wowe murwa Dawudi yigaruriye! Murangize umwaka, mufatire undi, n'iminsi mikuru muyikorere igihe cyayo,

2ariko amaherezo nzahana Ariyeli; izasigare irangwa n'amarira n'imiborogo. Kuri jye, izaba imeze nk'urutambiro batwikiraho ibitambo.

3Nk'uko Dawudi yabigize, nanjye nzashinga ingando impande zawe zose, nzakuzengurutseho ibikudindiza, nkurundeho ibyuma bigusenyure.

4Umaze kugwa uzavugira hasi; nuvuga, ijwi ryawe rijwigire rizamuke mu mukungugu, rivugire mu butaka rijwigira, rizamuke ikuzimu boshye iry'umuzimu.

5Abanzi bawe batabarika bazatumuka nk'umukungugu, abanyagitugu bamere nk'umurama utwawe n'umuyaga.

6Ako kanya, Uhoraho, Umugaba w'ingabo, azahita akurenganura, amanutse mu muhindagano w'inkuba, mu mutingito, mu rusaku rukomeye, no mu nkubi y'umuyaga, mu muhengeri no mu ndimi z'umuriro utwika.

7Ubwo imbaga y'abantu batabarika izaba iteye Ariyeli, abazaba bakurwanya, abakugose n'abagushikamiye, bizababere urujijo, nk'inzozi za nijoro.


© 2012, Bible Society of Rwanda.

8Bizabamerera nk'umushonji urota arya, nyamara akaramukana inzara, cyangwa uwishwe n'inyota, akarota anywa, ariko akaramuka ananiwe n'umuhogo wumiranye. Ni ko bizagendekera n'iyo mbaga y'abantu, izaba irwanya umusozi wa Siyoni.

### Umuryango w'impumyi

9Nimutangare kandi mwumirwe, muhinduke impumyi ubudahunyeza, mube abasinzi, ariko mutasomye kuri divayi, mudandabirane, ariko mutanyoye ibisindisha,

10kuko Uhoraho yabasutseho umwuka ubasinziriza, akabahuma amaso, mwe bahanuzi, agapfuka imitwe yanyu, mwe bashishozi.

11Ibi mweretswe, bibabereye nk'amagambo y'umuzinge ufungishije kashe, bahereje umuntu uzi gusoma bamubwira bati «Soma ibi ngibi», we agasubiza ati «Sinabishobora, kuko umuzinge ufungishije kashe.»

12Noneho bawuhereza utazi gusoma bamubwira bati «Soma ibi ngibi», arasubiza ati «Nta bwo nzi gusoma.»

13Uhoraho aravuga ati «Uyu muryango unyubahisha ururimi gusa, bakampesha ikuzo iminwa misa, ariko umutima wabo ukaba kure yanjye. Icyubahiro bampa ni icyahimbwe n'abantu, kimeze nk'isomo bigishijwe.

14Ni cyo gitumye ngiye gukomeza kuwubera urujijo, ku buryo ubuhanga bw'abahanga babo buzazima, n'ubwenge bw'abanyabwenge babo bukajijwa.»

### Ubugome buzasimburwa n'ubutabera

15Baragowe, abakorera mu bwihisho, bagakinga Uhoraho imigambi yabo, bakagambana mu mwijima, bavuga bati «Ni nde utubona cyangwa se ngo atumenye ?»

16Mbega ngo muracurika ibintu! Umubumbyi se ushobora kumufata nk'ibumba ? Noneho se, igikoresho cyabwira uwagikoze kiti «Nta bwo ari wowe wankoze!» Ikibindi kikabwira uwakibumbye kiti «Wamaze iki ?»

17Bigenze bityo se, mu gihe gito ishyamba rya Libani ntiryaba ryahindutse umurima w'imbuto ziribwa, naho umurima w'imbuto ziribwa ugahinduka ishyamba ?

18Uwo munsi, ibipfamatwi bizumva amagambo y'igitabo, n'impumyi zizasohoke mu mwijima w'icuraburindi, maze zibone.

19Abaciye bugufi bazarushaho kwishimira Uhoraho, n'abakene banezerwe kubera Nyirubutagatifu wa Israheli.

20Kuko uwo munsi uzaba ari iherezo ry'abategetsi b'abagome, abashungerezi bagakozwa isoni, n'abashaka gukora nabi bose bakarimburwa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

21Bizagendekera bityo abagambanira abandi mu mvugo yabo, abatega abandi imitego mu manza, n'aboshya intungane gukora nabi.

### Imitima yahabye izahabuka

22Ni cyo gitumye Uhoraho, Imana y'inzu ya Yakobo, we warokoye Abrahamu, avuze atya: Umuryango wa Yakobo ntuzongera gukozwa isoni ukundi, n'uruhanga rwe ntiruzongera kwijima.

23Kuko abana babo, babonye ibyo nakoreye muri bo, bazatagatifuza izina ryanjye, batagatifuze Nyirubutagatifu wa Yakobo, bityo bazatinye Imana ya Israheli.

24Imitima yahabye izahabuka, n'abatavaga ku izima bemere kwigishwa.

## Izayi 30

### Imigambi yo kwitabaza Misiri inyuranyije n'iy'Imana

1Uhoraho avuze atya: Baragowe, abana b'ibirara! Bo bacura imigambi itanturutseho, bakagirana amasezerano anyuranyije n'ayanjye, bityo bakagereka icyaha ku kindi.

2Baramanuka bakajya mu Misiri batangishije inama, bagashakira ubuhungiro mu ngoro ya Farawo, n'ubwihisho mu gihugu cya Misiri.

3Nyamara, ubwo buhungiro bwo kwa Farawo buzababakoza isoni, ubwihisho bwo mu gihugu cya Misiri, bubatere ikimwaro,

4n'ubwo abatware banyu bari i Tanisi, n'intumwa zanyu zikaba zigeze i Hanesi.

5Bose bazakorwa n'isoni, kubera icyo gihugu cy'imburakamaro bisunze, kidashobora kubarengera cyangwa kugira ikindi cyabamarira, uretse kubamwaza no kubatukisha.

6Iteka ryaciriwe ku bikoko by'i Negevu: Mu gihugu giteye ubwoba, kandi cyuje umubabaro, igihugu gituwe n'intare y'ingore n'iy'ingabo, kigaturwa n'inzoka z'impiri, n'ibiyoka biguruka, ni ho banyujije ubukungu n'ubutunzi bwabo babuhekesheje indogobe n'ingamiya, babushyiriye igihugu kitabafitiye akamaro.

7Inkunga ya Misiri isa n'umuyaga nta cyo iteze kubamarira, ni cyo gitumye icyo gihugu nkita «Igitero kidashyiguka».

### Umuryango udashaka kumva uzahanwa

8None rero, genda ubyandikire imbere yabo ku kabaho, ubyandukuremo inyandiko ebyiri, bizabere intangamugabo izahoraho abo mu bihe bizaza.

9Koko ni umuryango wivumbagatanyije, ni abana b'indyarya, kandi badashaka kumva amategeko y'Uhoraho.

10Babwira abashishozi bati «Ntimushishoze», n'abahanuzi bati «Ntimuhanure ibiri ukuri, nimutubwire gusa ibidushimisha, muhanure ibitagira shinge.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11Nimuhindukire, mureke gukurikira inzira iboneye, nimudukuremo Uwo Nyirubutagatifu wa Israheli.»

12None rero, Nyirubutagatifu wa Israheli avuze atya: Kuko muhinyuye iri jambo, mukaba mwiringiye ubucabiranya, mukishingikiriza amatiku,

13icyo cyaha kizababere nk'umututu wiyashije mu rukuta rurerure: uwo mututu ugakomeza kwiyongera, nuko mu kanya gato, urukuta rukariduka.

14Bikamera nk'ikibindi cy'umubumbyi kijanjagurikamo utujanju dutoya tutazasubirana, ku buryo mu tumene twacyo batabonamo n'urujyo, rwo kurahura umuriro wo gucana mu nzu, cyangwa rwo kudahisha amazi mu iriba.

### Umukiro wanyu uri mu ituze no mu bwizere

15Nyagasani Uhoraho, Nyirubutagatifu wa Israheli avuze atya: Muzakizwa n'uko mungarukiye kandi mugacisha make. Muzaterwa imbaraga n'uko mutuje kandi mukanyizera. Ariko mwe, ntimubikozwa !

16Ahubwo muravuga muti «Ibyo nta cyo bitwaye ! Tuzurira amafarasi duhunge.» Ni byo koko, ariko nyine muzaba muhunze. Mukongera muti «Tuzafata amagare anyaruka.» Na byo ni byo, ariko abazaba babakurikiranye, bazihuta kubarusha.

17Umuntu umwe azirukana abantu igihumbi muri mwe, abantu batanu bazaba bahagije, babirukane muhunge, kugeza ubwo hazasigara bake muri mwe, mbese nk'igiti gihagaze ku kanunga k'umusozi, gisigaye ari cyo kimenyetso cyonyine iyo mu mpinga.

### Igihe kimwe Uhoraho azababibuka

18Nyamara, Uhoraho ategereje ko igihe kigera akababibuka, agiye guhaguruka, kugira ngo abagaragarize impuhwe ze, kuko Uhoraho ari Imana itabera: barahirwa abamwiringira bose !

19Ni byo koko, mbaga y'i Siyoni, mwebwe abatuye i Yeruzalemu, ntimuzongera kurira ukundi. Igihe muzaba mumutakambiye, azabibuka; nabumva, azaherako abasubiza.

20Mu makuba, azabaha umugati; abahe amazi igihe cy'amage. Ugomba kukwigisha ntazongera kwihisha ukundi, uzamwirebera n'amaso yawe.

21Igihe uzaba ugomba kugana iburyo cyangwa ibumoso, amatwi yawe azumva ijwi rivuga inyuma yawe riti «Dore inzira, nimube ari yo munyuramo.»

22Uzahinyura feza isizwe ku mashusho yawe y'amabazanyo, na zahabu yo ku bigirwamana byawe byashongeshejwe. Uzabijugunya nk'ibintu byanduye, ubibwira uti «Hoshi ! Nimuve aho !»

23Uhoraho azagusha imvura mu myaka uzaba wabibye mu butaka, buzarumbuke


© 2012, Bible Society of Rwanda.

umusaruro utubutse kandi ushimishije. Uwo munsi, amatungo yawe azabona inzuri ngari arishamo,

24ibimasa n'indogobe bihingishwa birye ubwatsi buryohereye, bwabikanywe isuku.

25Ku munsi w'icyorezo iminara yose izahirima, ku misozi yose no ku tununga twose hazavubuka amasoko menshi y'amazi.

26Igihe Uhoraho azaba yapfutse ibisebe by'umuryango we, akomora ibikomere byawo, urumuri rw'ukwezi ruzaka nk'urw'izuba, naho urw'izuba rwikube karindwi, nk'aho rwabaye urumuri rw'iminsi irindwi.

### Uhoraho azahana Ashuru

27Ngaha Uhoraho araje aturutse kure, afite uburakari bugurumana kandi bukaze, iminwa ye yuzuye umujinya, ururimi rwe rumeze nk'umuriro utwika.

28Umwuka we ni nk'uruzi rwakutse, amazi akuzura akagera mu ijosi. Aje kunyuza amahanga mu kayunguruzo gatsemba, abacishe umukoba mu rwasaya, kugira ngo abayobye bajye iyo badashaka.

29Ubwo muzaririmba nko mu gitaramo cy'umunsi mukuru, imitima inezerwe, boshye umuntu ukurikiye ijwi ry'umwirongi, agana ku musozi w'Uhoraho, ku rutare rwa Israheli.

30Uhoraho azumvikanisha ijwi rye ry'icyubahiro, bazabone ukuntu ukuboko kwe gukubitanye uburakari bukaze, mu kirimi cy'umuriro utwika, no mu murindi w'imvura y'amahindu.

31Ashuru izahindishwa umushyitsi n'ijwi ry'Uhoraho, uzabakubitisha ikiboko.

32Uko Uhoraho azajya ayikubita inkoni, ni na ko hazumvikana amajwi y'ingoma n'inanga; nabangura ukuboko kwe, abatsembe.

33Icyocyezo cyarangiye kare gutegurwa, — ndetse kigenewe n'umwami ubwe — cyateguwe ahantu hagari kandi harehare; inkwi nyinshi cyane zo gucanisha umuriro, zarunzwe hamwe ku ruziga. Umwuka w'Uhoraho, umeze nk'ikibatsi cy'umuriro, ni wo uzakongeza icyo cyocyezo.

## Izayi 31

### Abashaka inkunga mu Misiri

1Baragowe! Abamanuka bajya mu Misiri gutabaza! Barishingikiriza amafarasi, bakiringira amagare y'intambara kuko ari menshi, n'abanyamafarasi kuko ari abanyamaboko, ariko ntibite kuri Nyirubutagatifu wa Israheli, ntibashakashake Uhoraho.

2Nyamara ariko na we azi gushishoza: ashobora guteza amakuba, kandi ntiyivuguruze. Ahagurukiye gutera agatsiko k'abagome, n'abagiranabi bahururijwe

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

gutabara.

3Umunyamisiri ni umuntu, ariko si Imana, amafarasi ye ni inyamaswa zigenda, si imbaraga z'Imana. Igihe Uhoraho azaba abanguye ukuboko kwe, utabaye azasitara, naho utabawe yiture hasi, nuko bombi bahinduke ivu.

### Uhoraho azarengera Yeruzalemu; ahane Ashuru

4Dore rero uko Uhoraho yambwiye: Igihe intare cyangwa icyana cyayo itontomera ku muhigo, n'ubwo haba abashumba benshi bayihururijwe, ntikangwa na busa n'urusaku rwabo, cyangwa ngo icogozwe n'induru yabo. Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ni ko azamanukira kuri Siyoni, umusozi we, kugira ngo aharwanire.

5Nk'uko ibisiga birambura amababa yabyo, Uhoraho, Umugaba w'ingabo, azabigenza atyo, bityo arengere Yeruzalemu; azayirengera kandi ayitabare; azayirinda kandi ayikize.

6Bayisraheli, nimugarukire Uwo mwagomeye!

7Uwo munsi, buri wese azajugunya ibigirwamana bye bya feza n'ibya zahabu, byakozwe n'ibiganza byanyu, bikabaviramo gucumura.

8Ashuru izamarwa n'inkota itari nk'iy'umuntu, izarimburwa n'inkota y'Ubasumbye, ntizayihunga; maze abasore bayo bakoreshwe imirimo y'uburetwa.

9Urutare rwayo ruzarimbuka, rushireho, abatware bayo bacike intege, batererane ibendera ryabo. Uwo ni Uhoraho ubivuze, we ucanye ikome ry'umuriro i Siyoni, n'itanura i Yeruzalemu.

## Izayi 32

### Umwami w'ubutabera

1Nuko hazime umwami utegekana ubutabera, n'abatware bakurikira amategeko.

2Buri muntu muri bo, azamera nk'ubuhungiro bw'umuyaga, n'ubwugamo igihe cy'imvura n'imirabyo. Bazamera nk'amazi atemba ku butaka bwumiranye, cyangwa igicucu cy'urutare runini, mu gihugu cy'ubutayu.

3Amaso y'abashishozi ntazongera guhuma ukundi, n'amatwi y'abumva abahanuzi yumve kurushaho.

4Abatatekerezaga, bazazirikana kugira ngo bumve, ab'ururimi rudidimanga, bavuge bwangu, kandi ku buryo bwumvikana.

5Igipfamutima ntikizitwa umunyabuntu, n'indyarya ntizitwa umugiraneza.

6Koko kandi, uw'igipfamutima avuga ibinyabasazi, mu mutima we agatekereza ibibi; akora ibidatunganye kandi agatuka Uhoraho, ntagaburire umushonji, cyangwa ngo ahe icyo kunywa ufite inyota.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7Naho uw'indyarya yitwaza ubwicanyi; ashakisha amayeri yo kwicisha abanyabyago,
ababeshyera, mu gihe abo bakene bo barwanaga ku burenganzira bwabo.

8Ariko umunyabuntu atekereza ibitunganye, ntagire ikindi yakora, kitari igikorwa
cyiza.

### Ibyaburiwe abagore b'abapfayongo

9Bagore b'abadabagizi, nimuhaguruke munyumve! Bakobwa b'abapfayongo,
nimutege amatwi ibyo ngiye kubabwira!

10Nyuma y'umwaka muzaba muhagaritse umutima, mwa bapfayongo mwe, kuko
imizabibu yanyu izaba yararumbye, maze ntimugire n'icyo musarura.

11Nimuhinde umushyitsi, mwa badabagizi mwe, namwe bapfayongo, muhagarike
umutima; nimwiyambure imyambaro yanyu, mukenyere ibigunira!

12Muzikomanga ku gituza, muririra imirima yabanezezaga, n'imizabibu yanyu
yarumbukaga.

13Muzaririra ubutaka bw'umuryango wanjye, igihe buzaba bumeraho ibihuru
by'amahwa, muririre n'amazu meza yose mwishimiragamo, mu murwa
w'umunezero.

14Kuko ingoro y'umwami yatereranywe, umugi wari utuwe, ukaba uhindutse
amatongo. Akarere ka Ofeli n'umunara w'abarinzi bizaba iteka ryose ubuvumo
bw'indogobe z'ishyamba, n'urwuri rw'amatungo...

### Ubutabera buzatera amahoro

15... kugeza ko umwuka uturutse mu ijuru udusenderaho. Nuko ubutayu buhinduke
ubusitani burumbuka, naho ubusitani burumbuka bwitwe ishyamba.

16Ubutungane buzatura mu butayu, ubutabera buture mu busitani burumbuka.

17Amahoro azaba imbuto y'ubutabera, ubutabera burumbuke ituze n'umutekano
iteka ryose.

18Umuryango wanjye uzatura ahantu h'amahoro, mu mazu akomeye, ahantu hatuje
kandi h'uburuhukiro.

19Ariko ishyamba rizarimburwa n'urubura, naho umugi usenyuke.

20Murahirwa mwe muzaba mwarabibye imbuto ahari amazi hose, mukareka ibimasa
n'indogobe bikishyira bikizana.

## Izayi 33

### Umurimbuzi na we azarimburwa

1Uragowe! Wowe urimbura kandi utarabigiriwe; wowe ugwa abandi gitumo, kandi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

utarabikorewe. Igihe uzahosha kurimbura, nawe uzaherako urimburwa; igihe uzareka kugwa gitumo, nawe uzatungurwa.

2Uhoraho, tugirire impuhwe! Turakwiringiye. Utubere imbaraga buri gitondo, n'agakiza igihe cy'amage.

3Iyo uranguruye ijwi, ibihugu birahunga, wahaguruka, amahanga agatatana.

4Iminyago bayirohaho, boshye inzige ziteye, ibyawe bakabyikwiza, boshye ibihore mu mirima.

5Uhoraho arakuzwa, kuko atuye mu bushorishori bw'ijuru, akaba yarasendereje kuri Siyoni ubutungane n'ubutabera.

6Bityo uzagira umutekano iminsi yawe yose; ubuhanga n'ubumenyi ni byo bukungu bukiza, kugirira Uhoraho igitinyiro, ngubwo ubukire bwawe!

### Igihugu kiri mu kababaro kizatabarwa

7Dore abo mu mugi wa Ariyeli baraborogera mu mayira, intumwa z'amahoro zirarira zahogoye.

8Imihanda nyabagendwa irimo ubusa, nta bagenzi bakirangwa mu mayira. Amasezerano yasheshwe, imigi yatereranywe, nta muntu n'umwe ukitaweho.

9Igihugu kirababaye, cyahwereye. Imisozi ya Libani yamanjiriwe, irarabiranye. Ikibaya cy'i Sharoni kibaye ubutayu. Ibiti by'i Bashani n'iby'i Karumeli byakokotse.

10None rero, Uhoraho avuze atya: Ngiye guhaguruka ubu nonaha, aka kanya ngiye kwemarara, ubu noneho ngiye gukuzwa.

11Muzasama ibishogoshogo, mubyare ibyakatsi, umwuka wanyu ubabere umuriro ubatwika.

12Amahanga azatwikwa nk'amatanura y'ishwagara, azakongoke, boshye amahwa yatemwe agashyirwa mu muriro.

13Nimwumve ibyo nkoze, mwe abari kure; aba bugufi namwe, mumenye ko ndi umunyabubasha.

14Muri Siyoni, abanyabyaha bagize ubwoba, abahemu barahinda umushyitsi, bakabazanya bati «Ni nde muri twe uzahangara uwo muriro utwika? Ni nde muri twe uzahangara iryo tanura ritazima?»

15— Ni umuntu ukurikiza ubutabera, akavuga ukuri, ni umuntu wanga amahugu, akigizayo abamushukisha amaturo, akica amatwi ngo atumva amagambo y'ubwicanyi, agahumbya amaso kugira ngo atareba ikibi.

16Uwo ni we uzatura mu bushorishori, ibitare bikomeye bikazamubera ubwihisho, akazahabwa umugati, ntazabure n'amazi yo kunywa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Yeruzalemu izagobotorwa

17Amaso yawe azitegereza uburanga bw'Umwami , azarebe n'igihugu, mu bwisanzure bwacyo.

18Uzazirikana ibyajyaga bigutera ubwoba, uvuge uti «Mbese ari hehe, uwanyinjaga? Ari ahagana he, uwangenzuraga? Uwabaruraga imigi ikomeye yagannye he?»

19Ntuzongera kubona ukundi ihanga ry'abanyagasuzuguro , ihanga ry'imvugo itumvikana, imvugo y'amanjwe kandi idasobanutse.

20Itegereze Siyoni, umurwa w'iminsi mikuru yacu, amaso yawe narebe Yeruzalemu, ahantu h'ituze, ihema ritazasenywa ukundi, n'imambo zaryo ntizishingurwe, imigozi yaryo ntiyongere gupfundurwa.

21Aho ni ho Uhoraho azatwerekera ikuzo rye, hakazaba akarere k'imigezi n'inzuzi ngari; ariko nta bwato bugashywa buzayanyuramo, nta n'amato manini azambuka ako karere.

22Ni koko, Uhoraho ni we mucamanza wacu, ni we muyobozi wacu. Uhoraho ni we Mwami wacu, ni we gakiza kacu.

23Imigozi yawe iradohotse, ntigifashe ku giti, bituma batagishobora ukundi kuzamura ibendera. Nuko bazagabane iminyago itagira ingano, ndetse n'abacumbagira bazayigireho umugabane.

24Nta muturage uzongera kuvuga ati «Ndarwaye», imbaga yose ituye Yeruzalemu izababarirwa icyaha yakoze.

## Izayi 34

### Uhoraho azacira isi yose imanza

1Mahanga, nimwegere kugira ngo mwumve, bihugu, namwe nimutege amatwi. Isi n'ibiyiriho byose, nibitege amatwi, kimwe n'ubutaka n'ibibumeraho byose.

2Uhoraho yarakariye amahanga yose, yagiriye umujinya ingabo zayo zose. Yagambiriye kubarimbura, yarabatanze ngo bicwe.

3Abapfuye babo bazajugunywa ku gasozi, imirambo yabo izatungure umunuko, n'imisozi itembeho amaraso yabo.

4Ingabo zose z'ijuru zizayagara, ijuru ryizingazinge boshye umuzinge w'igitabo, ingabo zaryo zihanantuke nk'amababi y'umuzabibu, cyangwa se ay'umutini.

### Icyorezo mu gihugu cya Edomu

5Uhoraho avuze atya: Inkota yanjye yo mu ijuru, narayuhiye irahaga, none ngiyo imanukiye kuri Edomu, kuri icyo gihugu natanze ngo kirimburwe.

6Inkota y'Uhoraho yuzuye amaraso, yahaze urugimbu, n'amaraso y'intama

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'ay'amasekurume, ibinure by'impyiko za rugeyo, kuko Uhoraho agiye gutambirwa igitambo i Bosira, ari cyo rupfu rw'icyorezo muri Edomu.

7Imbogo, ibimasa n'amapfizi bizicirwa icyarimwe: igihugu cyabo gisindishwe n'amaraso, naho ubutaka buhage urugimbu.

8Kuko ari umunsi w'ukwihorera k'Uhoraho, akaba ari umwaka wo kubitura ibibi bakoreye Siyoni.

9Imigezi yo muri Edomu izahinduka ubujeni, naho umukungugu uhinduke ubumara. Icyo gihugu cyose kizahinduka ubujeni bugurumana,

10butazigera buzima, haba nijoro cyangwa se ku manywa, umwotsi wabwo uzacumbeka ubudahwema; uko ibihe biha ibindi, kizagumya kuba ubutayu, ntikizongera kugendwa ukundi.

11Kizaba intaho y'ibihunyira n'ibinyogote, giturwe n'ibyanira n'ibikona. Uhoraho azakigeresha inago y'icyorezo, agipime cyose akiringanize, maze gihinduke ubusa.

12Abanyacyubahiro ntibazongera kuhimika abami ukundi, nta n'abatware bazongera kuharangwa.

13Ingoro zabo zizameramo amahwa, ibigo bikomeye bimeremo ibisura n'ibitovu, habe indiri y'ingunzu, n'imbuga ya za mbuni.

14Inturo zizahahurira n'impyisi, hahinduke ibonaniro ry'ibikoko. Hazaba kandi intaho ya Liliti, ikazahabona uburuhukiro.

15Ni ho inzoka izashyira icyari cyayo, ihatere amagi, iyararire, iyarinde kandi iyaturage. Ni na ho inkongoro zizakoranira, ingabo n'ingore zazo.

16Nimushakashake mu gitabo cy'Uhoraho, musome aya magambo: «Nta n'imwe izabura muri zo, nta n'imwe izazimiza mugenzi wayo, kuko zitegekwa n'ijambo ry'Uhoraho, umwuka we ukazikoranyiriza hamwe.

17Buri yose muri zo yayikoreyeho ubufindo, azigabanya igihugu akoresheje inago, zikazagitunga ubuziraherezo, zikazagituramo ingoma ibihumbi.»

## Izayi 35

### Abakijijwe n'Uhoraho bazagaruka i Yeruzalemu

1Ubutayu n'ubutaka bubi nibihimbarwe, amayaga anezerwe kandi arabye indabyo.

2Natwikirwe n'indabyo zo mu mirima, nasabagire, abyine kandi atere urwamo rw'ibyishimo. Uhoraho yayagabiye ubwiza bw'imisozi ya Libani, uburabagirane bwa Karumeli n'ubwa Sharoni, kandi abantu bakazareba ikuzo ry'Uhoraho, ububengerane bw'Imana yacu.

3Nimukomeze amaboko yananiwe, mutere imbaraga amavi adandabirana,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4mubwire abakutse umutima, muti «Nimukomere, mwoye gutinya; dore Imana yanyu. Ije guhora abanzi banyu, ni cyo gihembo cyanyu. Iraje ubwayo kubakiza.»

5Nuko impumyi zizabone, n'ibipfamatwi bizumve.

6Abacumbagira bazasimbuke nk'impara, n'iminwa y'ibiragi itere urwamo rw'ibyishimo. Ubutayu buzavubukamo amasoko, n'imigezi itembe ahantu h'amayaga.

7Ubutaka butwika buzahinduka ikiyaga, akarere kishwe n'inyota, kavubukemo amasoko y'amazi, naho mu ndiri y'ingunzu, hazamere imbingo n'imfunzo.

8Aho ngaho hazahangwa inzira, bayite inzira ntagatifu; uwahumanye ntazayinyuramo, kuko izagenerwa umuryango w'Uhoraho, kandi ab'ibipfamutima ntibazahacaracara.

9Nta we uzayihuriramo n'intare, nta n'inyamaswa y'inkazi izayibonekamo. Abazaba ab'Uhoraho, ni bo bazayinyuramo.

10Abakijijwe n'Uhoraho bazatahuka, bagere i Siyoni batera urwamo rw'ibyishimo. Ku ruhanga rwabo hazabengerana ibyishimo bitazashira, ibinezaneza n'umunezero bibasanganire, agahinda n'amaganya bizahunge.

## Izayi 36

### INYONGERA

#### Senakeribu atera igihugu cya Yuda

(2 Bami 18,13–37)

1Mu mwaka wa cumi n'ine w'ingoma ya Hezekiya, Senakeribu, umwami w'Abanyashuru, atera imigi yose ikomeye yo mu gihugu cya Yuda, arayitsinda.

2Umwami w'Abanyashuru wari i Lakishi, yohereza ku mwami Hezekiya, i Yeruzalemu, umufasha w'ingando we bwite, aherekejwe n'ingabo nyinshi. Baragenda, bagezeyo umufasha w'ingando ahagarara ku muhanda hafi y'umuyoboro w'amazi uyavana mu cyuzi cya ruguru ukayageza ku murima w'umumeshi.

3Nuko umutegeka w'ingoro witwa Eliyakimu mwene Hilikiyahu, umwanditsi Shebuna, n'umunyamabanga w'umwami witwa Yowa mwene Asafu, barahamusanga.

4Umufasha w'ingando wa Senakeribu arababwira ati «Nimugende mubwire Hezekiya, muti 'Umwami mukuru, ari we mwami w'Abanyashuru, arabajije ngo: Icyo wishingikirijeho ni iki ?

5Uribwira ko amagambo atagira shinge ari yo uzakuraho inama n'ubutwari byo gushoza urugamba ? Ni nde rero wishingikirije kugira ngo ube waranyivumbagatanyijeho ?

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6Uwo wiringiye ubu — ari we Misiri — ameze nk'urubingo rwavunaguritse, maze rugasesereza ikiganza cy'urwishingikirijeho rukagikomeretsa. Uko ni ko Farawo, umwami wa Misiri, amerera abamwizera.

7Ahari ubwo mwansubiza muti 'Uwo twishingikirijeho ni Uhoraho Imana yacu', nyamara se si we Hezekiya yasenyeye amasengero y'ahirengeye n'intambiro zaho, agategeka Yuda na Yeruzalemu kujya bambariza imbere y'urutambiro rw'i Yeruzalemu.

8Ngaho tinyuka utege na databuja, umwami w'Abanyashuru, maze nzaguhe amafarasi ibihumbi bibiri niwibonera abantu bo kuyagenderaho!

9Ubwo washobora no gutsimbura n'umwe wo mu bagaragu boroheje ba databuja? Rero ngo wizeye ko Abanyamisiri bazaguha amagare n'abanyamafarasi !

10Ubona ko naje gutera iki gihugu no kukiyogoza ntabitegetswe n'Uhoraho ? Uhoraho ni we wambwiye ati 'Zamuka, utere kiriya gihugu, ukirimbure !'»

11Eliyakimu, Shebuna, na Yowa basubiza uwo mufasha wa Senakeribu, bati «Tubabarire utubwire, twebwe abagaragu bawe, mu rurimi rw'Abaramu kuko turwumva; woye kutuvugisha mu rw'Abayuda rwumvwa n'abantu bari hejuru y'urukuta.»

12Ariko umufasha w'ingando arabasubiza ati «Ubwo se murabona ko ayo magambo, databuja yantumye kuba ari mwe mwenyine nyabwira na shobuja gusa ? Ntiyantumye ahubwo kuri aba bantu bicaye ku rukuta, bagiye kurya amabyi yabo bakarenzaho inkari zabo kimwe namwe ?»

13Nuko umufasha w'ingando arahagarara avuga mu ijwi riranguruye mu rurimi rw'Abayuda, ati «Nimwumve amagambo y'umwami mukuru, umwami w'Abanyashuru !

14Umwami aravuze ngo 'Hezekiya ntakomeze kubashuka, kuko adashobora kubarokora.

15Hezekiya ntababeshye ngo mwizere Uhoraho, avuga ngo: Nta shiti, Uhoraho azadukiza, uyu mugi ntuzigarurirwa n'umwami w'Abanyashuru.

16Ntimwumve Hezekiya, kuko umwami w'Abanyashuru avuze ngo: Nimunsabe amahoro,

17mungarukire, maze buri wese azarye imbuto z'imizabibu ye n'iz'imitini ye, anywe n'amazi yo mu kizenga cye, mu gihe mugitegereje ko nza nkabajyana mu gihugu kimeze nk'icyanyu, igihugu cyera ingano kikengerwamo divayi, igihugu kibamo imigati kikera n'imizabibu.

18Nimureke kumva aya Hezekiya ubabwira ababeshya ngo: Uhoraho azabakiza! Hari ubwo imana z'abanyamahanga zigeze zishobora kugobotora ibihugu byabo mu

maboko y'umwami wa Ashuru?

19Imana z'i Hamati n'iz'i Arupadi ziri he ? Iz'i Sefaruwayimu ziri he ? Imana zo mu gihugu cya Samariya zo ziri hehe ? Zashoboye se kurokora Samariya ikiganza cyanjye ?

20Ni izihe muri izo mana zose z'ibyo bihugu zabashije kugobotora ibihugu byazo mu ntoki zanjye, ngo bibe byakwemeza ko Uhoraho yakura Yeruzalemu mu maboko yanjye ?»

21Bose baraceceka, ntibagira ijambo na rimwe bamusubiza kuko umwami yari yategetse ati «Ntimumusubize.»

22Umutegeka w'ingoro Eliyakimu, mwene Hilikiyahu, umwanditsi Shebuna, na Yowa mwene Asafu wari umunyamahanga, bagaruka bashishimuye imyambaro yabo, basanga Hezekiya, bamutekerereza ibyo umufasha w'ingando yababwiye byose.

## Izayi 37

### Hezekiya ahanuza Izayi
(2 Bami 19,1–7)

1Umwami Hezekiya amaze kubyumva ashishimura imyambaro ye, yambara ibigunira, hanyuma ajya mu Ngoro y'Uhoraho.

2Ubwo yohereza umutegeka w'ingoro Eliyakimu, umwanditsi Shebuna n'abakuru bo mu baherezabitambo, bose bari bambaye ibigunira, basanga umuhanuzi Izayi mwene Amosi,

3baramubwira bati «Hezekiya yadutumye ngo uyu munsi ni umunsi w'umubabaro, w'igihano n'ugushinyagurirwa. Abana bageze igihe cyo kuvuka, ariko ba nyina ntibafite imbaraga zo kubabyara!

4Uwazana ngo Uhoraho Imana yawe yumve amagambo yavuzwe n'umufasha w'ingando, ayatumwe n'umwami w'Abanyashuru, ngo atuke Imana nzima. Icyazana ngo Uhoraho Imana yawe abahanire ayo magambo yumvise! Ngaho takambira Uhoraho, usabira aka gasigisigi kagihumeka!»

5Abagaragu b'umwami Hezekiya basanga Izayi,

6arababwira ati «Ubutumwa muza kugeza kuri shobuja ni uko Uhoraho avuze ati 'Ntuterwe ubwoba n'amagambo wumvanye abagaragu b'umwami w'Ashuru, n'ibitutsi bantutse.

7Ngiye kumushyiramo undi mutima, yumve inkuru ituma asubira mu gihugu cye, maze nagerayo nzamwicishe inkota.'»

8Umufasha w'ingando aratahuka, amenye ko umwami w'Abanyashuru yavuye i Lakishi, amusanga i Libuna aho yarwaniraga.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Koko rero, umwami w'Abanyashuru yari yumvise inkuru yerekeye Tiruhaka, umwami wa Kushi, ivuga ngo «Dore yakoranyije ingabo zo kukurwanya!»

### Ibaruwa Senakeribu yandikiye Hezekiya

(2 Bami 19,9–19)

Umwami w'Abanyashuru yongera gutuma kuri Hezekiya, ngo bamubwire bati

10«Imana yawe wizera cyane ntizagushuke ngo ikwizeze, ikubwira ko Yeruzalemu itazafatwa n'umwami w'Abanyashuru.

11Wowe ubwawe, wiyumviye uko abami b'Abanyashuru bagenjeje ibihugu byose, barabirimbuye; none se ni wowe uzarokoka

?

12Ubwo abasokuruza banjye barimburaga imigi ya Gozani, Harani, Resefu, na bene Edeni bari i Telasari, hari ubwo imana zabo zabakijije?

13Umwami w'i Hamati, uw'Arupadi, uw'i Layini, uw'i Sefaruwayimu, uw'i Hena n'uwa Hiwa ubu bari hehe?»

14Hezekiya yakira ibaruwa ayishyikirijwe n'intumwa, arayisoma, hanyuma arazamuka ajya mu Ngoro y'Uhoraho. Aramburira iyo baruwa imbere y'Uhoraho,

15maze asenga Uhoraho, agira ati

16«Uhoraho, Mugaba w'ingabo, Mana ya Israheli, wowe wicaye ku bakerubimu, ni wowe Mana wenyine y'abami bose bo ku isi, kuko ari wowe waremye ijuru n'isi.

17Uhoraho, tega amatwi maze wumve; rambura amaso maze witegereze, wumve amagambo ya Senakeribu wohereje abaza gutuka Imana nzima.

18Mu by'ukuri koko, Uhoraho, abami b'Abanyashuru barimbuye abanyamahanga n'ibihugu byabo,

19batwika imana zabo kuko zitari Imana y'ukuri, ahubwo ari amashusho yabajwe n'intoki z'abantu mu biti no mu mabuye, bituma Abanyashuru babirimbura.

20None rero, wowe Uhoraho, Mana yacu, tugobotore mu nzara za Senakeribu, kugira ngo abami bose bo ku isi bamenye ko wowe, Uhoraho, ari wowe Mana wenyine!»

### Izayi ageza kuri Hezekiya igisubizo cy'Uhoraho

(2 Bami 19,20–28)

21Nuko Izayi mwene Amosi atuma kuri Hezekiya, agira ati «Uhoraho, Imana ya Israheli aravuze ngo 'Kubera isengesho wangejejeho ku byerekeye Senakeribu, umwami w'Abanyashuru,

22dore icyo Uhoraho amutangajeho: Umwari, umukobwa w'i Siyoni aragusuzuguye, aragusetse; Umukobwa w'i Yeruzalemu akuzungurije umutwe ari inyuma yawe.

23Ni nde watutse ukamwandagaza? Ni nde wavugishije umurebana agasuzuguro? Ni

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Nyir'ubutagatifu wa Israheli!

24Watutse Uhoraho ukoresheje abagaragu bawe, uvuga uti 'Mfashijwe n'amagare yanjye y'intambara atagira ingano, narazamutse ngera mu mpinga z'imisozi, mu mirenge itavogerwa yo hagati ya Libani, ntemayo amashami y'amasederi, n'imizonobari miremire cyane, ngera mu mpinga y'imisozi, no mu mashyamba ahatwikiriye.

25Mu mahanga nahafukuye amariba, nywa amazi y'aho ; nkamya inzuzi zose zo mu Misiri, nzikandagijemo ibirenge byanjye.

26Rwose ntuzi ko uwo mugambi nari nywufite kuva kera kose, ko kuva kera na kare nari narawuteganyije, none nkaba ngiye kuwuzuza ? Icyo wowe ushoboye, ni uguhindura amatongo iyo migi ikomeye.

27Abaturage b'aho bafite intege nke, bakutse umutima, bashobewe ; bameze nk'icyatsi cyo mu mirima, nk'akanyatsi ko mu busitani. Bameze nk'utwatsi tumera hejuru y'inzu, cyangwa se nk'ingano zirwaye zikiri nto.

28Wowe ariko, waba wicaye, usohotse cyangwa winjiye, mba mbizi.

29Ubwo rero wanyiteyeho hejuru, agasuzuguro kawe kakangeraho; amazuru yawe nzayafungisha icyuma, maze ngushyire umurunga mu kanwa, nzagutere gusubira iwawe, ngucishije mu nzira wanyuzemo uza.'»

### Ikimenyetso cyahawe Hezekiya

(2 Bami 19,29–31)

30(Nuko Izayi arongera abwira Hezekiya ati) «Naho wowe, dore ikizakubera ikimenyetso: muri uyu mwaka muzarya ibyasigaye mu bibuba, umwaka ukurikiyeho murye ibyimejeje ubwabyo, ariko mu wa gatatu muzabiba, musarure, kandi muzatera imizabibu, murye imbuto zayo.

31Abasigaye batishwe bo mu nzu ya Yuda, bazarokoka nk'igiti gishora imizi mu butaka, kikera imbuto mu mashami yacyo,

32kuko i Yeruzalemu hazaduka agasigisigi, no ku musozi wa Siyoni hahinguke abazaba bacitse ku icumu. Ibyo bizaba bikozwe n'urukundo rukomeye rw'Uhoraho, umugaba w'ingabo.»

### Ibyahanuwe ku mwami w'Abanyashuru

(2 Bami 19,32–34)

33Dore ibyo Uhoraho avugiye ku mwami w'Abanyashuru: Ntazinjira muri uyu murwa, ntazaharasa imyambi, ntazanategeka abitwaje ingabo kuwuhangara, n'imbere y'inkike zawo ntazaharunda igitaka.

34Inzira yanyuze aza, ni yo izamusubizayo, ntazagera muri uyu murwa, uwo ni Uhoraho ubivuze.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

35Nzarinda uyu murwa nywukize, mbigiriye jye ubwanjye, n'umugaragu wanjye Dawudi.

### Senakeribu asubira mu gihugu cye akahicirwa
(2 Bami 19,35–37)

36Mu ijoro rikurikiyeho, Malayika w'Uhoraho araza yambukiranya ingando y'Abanyashuru, yicamo abantu ibihumbi ijana na mirongo inani na batanu. Mu gitondo bose bari babaye imirambo!

37Senakeribu, umwami w'Abanyashuru, arataha asubira mu murwa we i Ninivi, agumayo.

38Umunsi umwe ari mu ngoro y'ikigirwamana cye Nisiroki asenga, abahungu be Adaramaleki na Saraseri baraza bamwicisha inkota, maze bahungira mu gihugu cya Ararati. Umuhungu we Esarihadoni amuzungura ku ngoma.

## Izayi 38

### Hezekiya arwara ariko agakira
(2 Bami 20,1–11)

1Muri iyo minsi, Hezekiya afatwa n'indwara ya simusiga. Umuhanuzi Izayi mwene Amosi aza kumureba, maze aramubwira ati «Uhoraho aravuze ngo 'Raga abo mu rugo rwawe kuko ugiye gupfa, utazakira.'»

2Hezekiya yerekeza amaso ku rukuta asaba Uhoraho, agira ati

3«Ndagusabye, Uhoraho, ibuka ko nagenze imbere yawe n'umurava mwinshi kandi n'umutima utunganye, ngakora ibigushimishije.» Nuko Hezekiya asuka amarira menshi cyane.

4Nuko Uhoraho abwira Izayi muri aya magambo:

5Genda ubwire Hezekiya uti «Uhoraho, Imana ya sokuruza Dawudi aravuze ngo 'Numvise amasengesho yawe, mbona n'amarira yawe, none ngiye kugukiza, ndetse mu minsi itatu uzashobora kuzamuka ujye mu Ngoro y'Uhoraho. Nkongereyeho imyaka cumi n'itanu ku gihe wari kuzabaho.

6Kandi nzagukiza wowe n'uyu murwa, mbagobotore mu nzara z'umwami w'Abanyashuru ; nzarinde uyu murwa.'»

21Izayi aravuga ati «Nimuzane umugati wakozwe mu mbuto z'umutini, muwushyire ku bibyimba by'umwami azakira.»

22Hezekiya abaza Izayi ati «Ni ikihe kimenyetso kizanyemeza ko nzashobora kuzamuka nkajya mu Ngoro y'Uhoraho ?»

7Izayi aramusubiza ati «Dore ikimenyetso kizakwereka ko Uhoraho azuzuza Ijambo yavuze.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8 Igicucu kimanukira ku madarajya y’inzu yo hejuru ya Akhazi, ngiye kugisubiza inyuma ho intambwe cumi.» Nuko izuba risubirayo, maze cya gicucu gisubira inyuma ho za ntambwe cumi.

### Indirimbo ya Hezekiya

9 Dore igisigo Hezekiya, umwami wa Yuda, yahimbye amaze gukiruka ya ndwara ye.

10 Jyewe naribwiraga nti «Nari ncagashije iminsi y’ubugingo bwanjye, none ngaha ngiye kwinjira mu marembo ajya ikuzimu, nzahaheranwe mu gihe cyose nari nshigaje kubaho.»

11 Naravugaga nti «Sinzabona Uhoraho ku isi y’abazima, no mu bantu batuye iyi si sinzongera kurabukwa n’umwe.

12 Inzu yanjye irashenywe, ijugunywe kure yanjye, ak’ihema ry’abashumba. Ngeze ku ndunduro y’ubuzima bwanjye, ak’umuboshyi umaze kuzuza umwenda, akawuzingazinga amaze kuwutotoraho indodo zisagutse;

13 kuva mu gitondo kugeza nimugoroba waranyishe urahorahoza! Ncura imiborogo ngeza mu kindi gitondo. Ak’intare ikocagura amagufwa ni na ko amenagura ayanjye ; kuva mu gitondo kugeza nimugoroba akanyica, agahorahoza!

14 Dore ndajwigira kimwe n’intashya, nkaguguza nk’intungura, amaso yanjye arahondoberezwa no guhora ntumbiriye ijuru. Nyagasani ndagowe, ngwino untabare.

15 Ubu se mvuge iki kindi, kandi byose ari we ubikora? Mu gihe cyose nzaba nkiriho umutima wanjye uzahora usobetse amaganya.

16 Abo Nyagasani yiragiriye, abo bazaramba, kandi ubuzima bafite babuhabwa n’umwuka we; nanjye uzankiza maze umbesheho.

17 Ngaha ubujuganirwe bwanjye ubumpinduriyemo umunezero, ni wowe uzikuye amagara yanjye uyakura mu mva, n’ibyaha byanjye byose ubijugunya kure inyuma yawe.

18 Koko rero ikuzimu si ho haguha ikuzo, cyangwa se ngo urupfu rukwamamaze, n’abamanukira mu rwobo, ntibaba bacyizeye ubudahemuka bwawe.

19 Umuzima, ni we wenyine ugusingiza, nk’uko nanjye uyu munsi mbigenje. Umubyeyi azamenyesha abana be ubudahemuka bwawe.

20 Uhoraho, ngwino untabare, maze mu gihe cyose tuzaba tukiriho, tuzacurangire inanga zacu mu Ngoro y’Uhoraho.

## Izayi 39

### Hezekiya yakira intumwa z’umwami w’i Babiloni

(2 Bami 20,12–19)

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1Muri icyo gihe Merodaki-Baladani, umwami w'i Babiloni, atuma kuri Hezekiya kuko yari yumvise ko yarwaye ariko akaba yarorohewe, amwohererereza amabaruwa n'amaturo.

2Hezekiya yakirana ibyishimo izo ntumwa, azereka ububiko bwe bwose, feza, zahabu, amavuta ahumura cyane, inzu yarimo intwaro zo kurwanisha, n'ibindi byo mu mutungo we wose; ntihagira ikintu na kimwe cyo mu nzu ye no mu gihugu cye gisigara atakizeretse.

3Nuko umuhanuzi Izayi asanga Hezekiya, aramubaza ati «Bariya bantu bakubwiye iki, kandi bavaga he?» Hezekiya aramusubiza ati «Baje baturuka mu gihugu cya kure, cy'i Babiloni.»

4Izayi yongera kumubaza ati «Babonye iki mu ngoro yawe ?» Hezekiya ati «Ibiri mu rugo rwanjye byose babibonye, nta kintu na kimwe mu byo ntunze ntaberetse.»

5Nuko Izayi abwira Hezekiya ati «Umva ijambo ry'Uhoraho, Umugaba w'ingabo!

6Hazaza igihe ibintu biri mu rugo rwawe, n'ibyo abasokuruza bahabitse kugeza ubu, byose bizajyanwa i Babiloni; nta na kimwe kizasigara, ni ko Uhoraho avuze.

7Abenshi mu bana wibyariye, bazabajyana babahindure abakone bo kuba mu ngoro y'umwami w'i Babiloni.»

8Hezekiya abwira Izayi ati «Ijambo ry'Uhoraho uvuze ni ryiza.» Yaribwiraga ati «Mu gihe nzaba nkiriho hazabaho amahoro n'umudendezo.»

## Izayi 40

# IGICE CYA KABIRI
# IGITABO CY'IHUMURIZWA RYA ISRAHELI
### Imana izarokora umuryango wayo

1Nimuhumurize umuryango wanjye, nimuwuhumurize — ni ko Imana ivuze —

2nimukomeze Yeruzalemu; muyimenyeshe ko ubucakara bwayo burangiye, igihano cyayo kikaba gihanaguwe ; Uhoraho yayihannye yihanukiriye, kubera amakosa yayo.

3Ijwi rirarangurura riti «Nimutegure mu butayu inzira y'Uhoraho, muringanirize Imana yacu umuhanda ahantu h'amayaga.

4Akabande kose gasibanganywe, umusozi wose n'akanunga kose bisizwe, n'imanga ihinduke ikibaya.

5Nuko ikuzo ry'Uhoraho rizigaragaze, ibinyamubiri byose bizaribonere icyarimwe, bimenye ko Uhoraho yavuze.»

6Ijwi riravuga riti «Ngaho vuga!» Nanjye ndabaza nti «Mvuge iki se ? Ibinyamubiri byose ni ibyatsi, imikomerere yabyo ikaba nk'iy'ururabyo mu murima:

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7icyatsi kiruma, ururabyo rukarabirana, iyo umwuka w'Uhoraho ubinyuzeho. Ni byo
koko, imbaga y'abantu ni icyatsi:

8icyatsi kiruma, ururabyo rukarabirana, ariko ijambo ry'Imana yacu rizahoraho
iteka!»

9Naho wowe, zamuka ku musozi muremure, urangurure ijwi, wowe uzaniye Siyoni
inkuru nziza, ntutinye, wowe ntumwa y'inkuru nziza igenewe Yeruzalemu !
Rangurura ijwi ubwire imigi ya Yuda uti «Dore Imana yanyu!»

10Ni byo koko, dore Nyagasani Imana ! Araje n'imbaraga nyinshi, afite amaboko, aje
gutegeka; dore azanye n'iminyago, abo yatabaye bamubanje imbere.

11Ameze nk'umushumba uragiye ubushyo, akabwegeranya n'ukuboko kwe ; abana
b'intama akabatwara mu gituza cye, intama z'imbyeyi akazemera mu rwuri rutoshye.

**Ni iki cyagereranywa n'Uhoraho?**

12Ni nde wapimisha ikiganza cye amazi y'inyanja, ikirere akakigeresha intambwe
y'intoki, agashyira mu kebo ubutaka bw'isi, imisozi akayishyira ku gipimo, n'udusozi
akadupimisha umunzani ?

13Ni nde wigeze gucengera ibitekerezo by'Uhoraho, akamubera umujyanama
w'ingirakamaro ?

14Ni nde muntu Uhoraho yaba yaragishije inama, agashobora kumuyobora,
akamwigisha guca imanza, akamuha ubumenyi, akamwereka inzira imugeza ku
bwenge ?

15Dore amahanga ameze nk'igitonyanga kiva mu nyanja, aragerwa ku mukungugu
wafashe ku munzani ! Dore n'ibirwa bimeze nk'agafu ahushye !

16Amashyamba ya Libani ntahagije mu gucana umuriro, n'inyamaswa zayo
ntizihagije ku bitambo bitwikwa.

17Amahanga yose nta cyo avuze imbere ye ; kuri we yose ni ubusa, nta n'icyo amaze.

18Imana mwayinganya na nde, ni ikihe se mwayigereranya?

19Ikigirwamana se? Cyacuzwe n'umuntu ! Ukora amashusho agitakaho zahabu,
akagishyiraho n'imikufi ya feza.

20Umutindi utabona ituro ringana rityo, ahitamo igiti kitamungwa, agashaka umubaji
w'umuhanga, ushobora kumubariza ikigirwamana kitajegajega.

21Ntimwari mubizi se ? Nta n'ubwo mwigeze kumva bivugwa ?
Ntimwabimenyeshejwe se kuva mu ntangiriro ? Ntimwigeze mumenya Uwahanze isi
?

22Aganje hejuru y'ikirere gitwikiriye isi, akabona abahatuye bameze nk'inzige !

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Yakuruye ikirere arakikingira nk'umwenda, akibamba nk'ihema kugira ngo arituremo.

23Abategetsi b'igihugu abahindura amanjwe, n'abacamanza b'isi akabagira ubusabusa.

24Nta kamaro kuba bashinze imizi, nta kamaro ko bakwira hose, nta kamaro ko imizi yabo ifata mu butaka, none dore umwuka urabahushye, ngaho barumiranye, na serwakira irabagurukanye nk'ibyatsi.

25«Ni nde mwangereranya na we ? Ni nde twaba duhwanye ?» Uwo ni Nyir'ubutagatifu ubivuze.

26Nimwubure amaso yanyu murebe: ni nde waremye biriya binyarumuri mubona, akabizengurutsa ikirere nk'ingabo ziyereka, akabihamagara byose mu mazina yabyo ? Afite imbaraga nyinshi akagira n'umurego ukomeye, bigatuma nta na kimwe kibura.

27Yewe Yakobo, yewe Israheli, ni kuki wavuga uti «Inzira yanjye yihishe Uhoraho, Imana yayobewe ibyanjye !»

28Mbese ntiwari ubizi ? Nta n'ubwo wigeze kumva bivugwa ? Uhoraho ni Imana y'ibihe byose, yaremye isi kuva aho itangirira n'aho iherera. Ntiyigeze ananirwa, nta n'ubwo acogora, nta buryo wacengera ubwenge bwe.

29Umunyantege amuha imbaraga, agakomeza unaniwe.

30Abakiri bato bacika intege, bagacogora, ndetse n'abagabo b'intwari bakagwa rwose.

31Ariko abiringira Uhoraho, bazongera kubona imbaraga: bazatumbagira mu kirere nka za kagoma, biruke ubutananirwa; bihute, nta kudohoka !

## Izayi 41

### Uhoraho yihitiyemo uzarokora umuryango we

1Nimuceceke imbere yanjye, mwa birwa mwe, amahanga niyiyongeremo imbaraga, yigire hino maze avuge. Nimuze dukoranire hamwe, tuburane!

2Ni nde wahagurukije umutabazi iburasirazuba, akamuhamagara ngo amube hafi, agatsinda amahanga imbere ye, abami akabacisha bugufi? Inkota ye ibahindura ivu, imyambi ye ikabakwiza hose, nk'ibyatsi bitwawe n'umuyaga,

3ku buryo abakurikirana bose, akabanyuramo nta cyo yikanga, adakoza ibirenge hasi.

4Ni nde wabigennye, akanabikora, akanakurikiranya ibisekuruza kuva mu ntangiriro? — Ni jyewe Uhoraho, nkaba n'Uwa mbere, kandi nzaba nkiri Jyewe no mu bihe by'abo hanyuma.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Ibirwa byarabirebye bigira ubwoba, abo mu mpera z'isi bahinda umushyitsi, batangiye guhaguruka ngo babikurikirire hafi.

6Buri muntu arafasha mugenzi we , arabwira incuti ye ati «Komera!»

7Umubaji arakomeza ushongesha, usena agakomeza umucuzi, agira ati «Ni byiza rwose», ikigirwamana akagikomeresha imisimari, kugira ngo kitanyeganyega.

### «Witinya, Israheli; ni jye ugutabara!»

8Ariko wowe Israheli, mugaragu wanjye , Yakobo nihitiyemo, inkomoko ya Abrahamu, incuti yanjye,

9wowe nikomereje kuva ku mpera z'isi, nkaguhamagara kuva ku mipaka yayo, narakubwiye nti «Uri umugaragu wanjye; naragutoranyije, aho kugutererana.»

10Witinya, kuko ndi kumwe nawe, wikwiheba, kuko ndi Imana yawe. Ni byo rwose, ndagukomeje, ndagutabaye, nkuramize ukuboko kwanjye kurenganura.

11Dore ngo barakorwa n'isoni, bakamwara, abari baguhagurukiye bose; bazahinduka amanjwe, barimbuke, abantu bakurakariye.

12Abaguhigira uzabashakashaka, ariko ntuzongera kubabona ukundi, abakurwanya bazahinduka ubusabusa, bashire.

13Kuko jye, Uhoraho, Imana yawe, ngufashe ukuboko kw'iburyo, nkakubwira nti «Witinya ! Ni jye ugutabara !

14Witinya Yakobo, wowe bahonyora nk'akanyorogoto, witinya Israheli, n'ubwo ubu bakugereranya n'intumbi. Ni jye ugutabara — uwo ni Uhoraho ubivuze. Umuvunyi wawe ni Nyirubutagatifu wa Israheli.

15Dore nkugize imashini nshya icukura ubutaka kandi ifite amenyo asongoye, ugiye gutengagura imisozi, uyishwanyaguze, n'udusozi uduhindure umurama.

16Uzayigosora itwarwe n'umuyaga, maze serwakira iyinyanyagize. Naho wowe uzasingiza Uhoraho, uhimbarwe kubera Nyirubutagatifu wa Israheli.

17Abasuzuguwe n'abatishoboye bashakashaka amazi, ariko bikaba iby'ubusa, ururimi rwabo rukumirana kubera inyota; ni jye Uhoraho, uzabasubiza, jyewe Imana ya Israheli, sinzabatererana.

18Nzavubura inzuzi ku misozi itameraho akatsi, mu mikokwe hadudubize amasoko, ubutayu buhinduke ikidendezi, n'ubutaka bwumiranye buhinduke amariba.

19Nzameza amasederi mu butayu, iminyinya, ibiti bihumura n'imitini; ahantu h'amayaga mpatere imizonobari, imisave n'imigenge bikurire hamwe,

20bityo abantu barebe kandi bamenye, bigishanye kandi bumve, ko ari ikiganza cy'Uhoraho cyabikoze, ko ari Nyir'ubutagatifu wa Israheli wabiremye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Ibigirwamana ni amanjwe

21Ngaho (bigirwamana by'amahanga), nimugaragaze ingingo zanyu, ni ko Uhoraho avuze. Nimukomeze mwisobanure, uwo ni Umwami wa Yakobo ubivuga.

22Nimuze maze mutumenyeshe ibigiye kuba. Mbese ibyo mwahanuye mbere byahereye he? Nimudusubirire mu byahanuwe, maze tubyibuke, kandi tumenyereho uko byagenze! Cyangwa se, nimutubwire ibigiye kuza,

23mutumenyeshe iby'ibihe bizaza, maze twemere koko ko muri imana! Ngaho se! Nimuhitemo icyo mushaka kuduteza ari amahirwe cyangwa ibyago, maze dutangarire ubushobozi bwanyu!

24Nyamara dore icyo muri cyo: murarutwa n'ubusa; ibikorwa byanyu na byo bikaba ari nta byo! Uwabigize imana ze, na we ni igipfamutima!

25Naho jyewe, nahagurukije umuntu mu majyaruguru , kandi ngaha araje. Kuva mu burasirazuba arahamagarwa mu izina rye; aravuyanga abategetsi nk'uribata icyondo, cyangwa nk'umubumbyi ukata ibumba.

26Ni nde rero wabimenyekanyije kuva mu ntangiriro, kugira ngo tubimenye, cyangwa se akaba yarabivuze no mu bihe byahise, ngo tuvuge tuti «Ni byo koko»? Reka da! Nta n'umwe muri mwe wabishoboye! Oya rwose, nta wigeze abicisha mu ijwi, kandi nta n'uwigeze agira icyo abumvana!

27Ni jye wabanje kubitangaza muri Siyoni, nti «Dore ngabo!» I Yeruzalemu mpohereza intumwa, izanye Inkuru nziza.

28Naritegereje neza: sinabona umuntu n'umwe, sinagira n'umwe mbona muri bo, wambera umujyanama! Mba narabagishije inama, na bo bakampa igisubizo!

29Dore bose uko bangana ni imburaburyo. Ibikorwa byabo se byo? Ni impfabusa. Ibishushanyo byabo? Ni umuyaga, nta kamaro!

## Izayi 42

### Indirimbo ya mbere y'Umugaragu w'Imana

1Dore umugaragu wanjye nshyigikiye, intore yanjye inyizihira. Namushyizeho umwuka wanjye ; azagaragariza amahanga ubutabera,

2ntazasakuza kandi ntazatera ijwi hejuru, ntazumvikanisha ijwi rye mu mayira.

3Ntazavuna urubingo rwarabiranye, ntazazimya ifumba igicumbeka, kandi nta kabuza, azagaragaza ubutabera.

4We ntazigera acogora, cyangwa ngo acike intege, kugeza ubwo azaba yamaze gukwiza ubutabera ku isi, n'ibirwa bitegereje amategeko ye.

5Nguko uko avuze Uhoraho, Imana, we waremye ijuru akaribambika, akarambura isi

n'ibiyiriho byose, ibiyimeraho akabiha guhumeka, agaha n'umwuka abayigendaho bose.

6Ni jye Uhoraho, wakwihamagariye, nkurikije umugambi wanjye, ngufata ikiganza, ndakwizigamira, nkugenera kwemararira isezerano ry'imbaga, no kuba urumuri rw'amahanga,

7kugira ngo uhumure amaso y'impumyi, uvane imfungwa mu nzu y'imbohe, kandi ukure mu munyururu abari mu mwijima.

### Uhoraho agiye kurangiza imigambi ye

8Ni jye, Uhoraho, iryo ni ryo zina ryanjye, ikuzo ryanjye nkaba ntazagira undi ndiha, cyangwa ibigirwamana ngo mbihe ibisingizo bingenewe.

9Dore ibyababaye mbere byarahise, jye kandi mbamenyesheje ibishya, ndabiberetse ngo mubimenye mbere y'uko biba.

10Nimuririmbire Uhoraho indirimbo nshya, kuva ku mpera z'isi, muririmbe ibisingizo bye, mwebwe bantu bo ku nyanja n'ibiyirimo byose, namwe birwa kimwe n'ababituye.

11Ubutayu buhanike amajwi, kimwe n'imigi yabwo, hamwe n'imidugudu Kedari atuyemo; abaturage b'i Sela bamusingize, abo mu tununga tw'imisozi basabagizwe n'ibyishimo.

12Nibakuze Uhoraho, bamamarize mu birwa ibisingizo bye !

13Uhoraho agiye gusohoka nk'intwari, azinze umunya nk'ingabo iri ku rugamba, avugije akamo k'impuruza, aratontomye, kandi ateye abanzi be nk'umurwanyi w'intwari.

14«Namaze igihe kirekire nicecekeye, ndiyumanganya sinagira icyo mvuga; narashinyirije ndetse umwuka urahera, boshye umugore uri ku nda.

15Noneho ngiye kurimbura imisozi n'udusozi, ibyayimezeho byose mbyumishe ; inzuzi nzazihindura ibirwa, ibizenga by'amazi mbyumutse.

16Nzayobora impumyi mu nzira zitamenyereye, nzinyuze mu tuyira zitazi. Nzahindura umwijima mo urumuri imbere yabo, n'inzira ziyobaguritse, zigororwe. Iyo migambi ngiye kuyirangiza, kandi sinteze kuyireka na rimwe.»

17Ngabo basubiranye inyuma ikimwaro, abashyira amiringiro yabo mu bigirwamana, bakabwira ubutare bushongeshejwe bati «Imana zacu ni mwebwe !»

### Umuryango udashaka kumva

18Mwe bipfamatwi, nimwumve, impumyi namwe nimwitegereze, mubone!

19Ni nde mpumyi, uretse umugaragu wanjye ? Ni nde gipfamatwi atari intumwa ngiye kohereza ? Ni nde mpumyi atari icyegera cyanjye ? Ni nde gipfamatwi atari

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

umugaragu w'Uhoraho ?

20Wabonye byinshi, ariko nta cyo wafashe ; ufite amatwi azibutse, ariko ntiwumva!

21Kubera ukudahemuka k'umugambi we, Uhoraho yashatse ko amategeko ye akomera, akaba akataraboneka.

22Ariko dore imbaga yanyazwe ibyayo, irasenyerwa, bose babaroshye mu myobo, babahisha no mu mazu y'imbohe ; babaye abo kujyanwa bunyago, babuze n'umwe wabarengera, barashimutwa, habura n'uwagira ati «Bangarurire !»

23Ni nde muri mwe uri butege amatwi aya magambo, akitondera kumva icyo asobanura?

24Ni nde watanze Yakobo ngo anyagwe ibye, Israheli ngo ijyanwe bunyago? Aho ntiyaba ari Uhoraho twacumuyeho, ntidushake gukurikira inzira ye, kandi ntitwite ku mategeko ye ?

25Ni yo mpamvu yaroshye kuri Israheli umujinya w'uburakari bwe, ayiteza n'intambara ikomeye, iyokera impande zose, ariko yo ntiyabyumva, igeza n'aho ishya irakongoka, ariko ntiyagira icyo yitaho.

## Izayi 43

### Uhoraho azagarura umuryango we

1Ariko noneho — uwo ni Uhoraho ubivuze — uwakuremye wowe Yakobo, uwaguhanze Israheli agize ati «Witinya kuko nakwicunguriye, uri uwanjye, nakwihamagariye mu izina ryawe.

2Nuramuka unyuze mu mazi, nzaba ndi kumwe nawe, ukanyura mu nzuzi, ntuzarohama. Nunyura rwagati mu muriro, nta bwo uzashya, n'indimi zawo nta cyo zizagutwara,

3kuko jye, Uhoraho, ndi Imana yawe, nkaba Nyir'ubutagatifu wa Israheli, Umukiza wawe. Natanze Misiri ho incungu yawe, Kushi na Seba ho ingurane yawe,

4bitewe n'agaciro gakomeye ufite mu maso yanjye; uri uwo kubahwa, kandi nanjye nkaba ngukunda. Natanze rero abantu ho incungu yawe, n'amahanga ho ingurane yawe.

5Witinya kuko ndi kumwe nawe, nzagarura urubyaro rwawe kuva iyo izuba rirasira, nzakwegeranye kugeza iyo rirengera.

6Nzabwira abo mu majyaruguru nti 'Bampe', n'abo mu majyepfo nti 'Wibanyima!' Ngarurira abahungu banjye bari mu gihugu cya kure, n'abakobwa banjye bari ku mpera z'isi,

7abo bose bitiriwe izina ryanjye, nabaremeye kumpa ikuzo, nkaba narababumbye, ndabahanga.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Nta wundi Mukiza utari Imana y'ukuri

8 Nimushyire ahagaragara uwo muryango, w'impumyi ariko kandi ufite amaso; w'ibipfamatwi, kandi ufite amatwi yo kumva.

9 Imiryango yose uko ingana niyibumbire hamwe, amahanga yose akorakorane! Ni nde muri yo wari wamenyekanyije ibi bikorwa, agatuma twumva ibyabayeho mbere? Nibatange abagabo, ngaho nibiregure, babumve, maze bavuge bati «Ibyo ni ukuri!»

10 Abahamya banjye ni mwebwe, uwo ni Uhoraho ubivuze, umugaragu wanjye, ni mwebwe natoranyije, kugira ngo mubashe kumva, munyemere, kandi mumenye uko meze: mbere yanjye nta yindi mana yigeze kubaho , kandi nta n'izabaho nyuma yanjye.

11 Ndi Uhoraho, jye ubwanjye, nta wundi Mukiza, utari jyewe.

12 Ni jye ubwanjye wabatangarije umukiro, kandi nywubagezaho; nta bwo ari imana y'inyamahanga iba iwanyu. Bityo rero, muri abahamya banjye, naho jye ndi Imana — uwo ni Uhoraho ubivuze —

13 Kuva kera kose, ni ko meze: nta wabasha kunyambura icyo nafashe, kandi icyo nakoze, ni nde wagihungabanya?

### Babiloni izasenywa

14 Nyir'ubutagatifu wa Israheli, ubacungura avuze atya: Kubera mwe, nohereje umuntu i Babiloni, kugira ngo asenyagure ibihindizo byose bibafungiranye, maze urwamo rw'ibyishimo by'Abakalideya ruzahinduke imiborogo.

15 Ndi Uhoraho, Nyir'ubutagatifu wanyu, uwaremye Israheli, nkaba n'umwami wanyu.

### Inzira ya Israheli mu butayu

16 Avuze atya Uhoraho, we washatse inzira mu nyanja rwagati, agatanga akayira mu mazi magari,

17 we wahagaritse amagare n'amafarasi, ingabo n'abantu b'intwari bose hamwe, bikagwa ubutazegura umutwe, bigahwekera nk'agatara, hanyuma bikazima.

18 Mwikwibuka ibyabayeho mbere, ngo mukurwe umutima n'ibya kera,

19 dore ngiye gukora ikintu gishya, ndetse cyatangiye no kugaragara ; ntimukiruzi se ? Ni ukuri rwose, ndahanga inzira rwagati mu butayu, inzuzi zitembe ahantu h'amayaga.

20 Inyamaswa z'inkazi zizampe ikuzo, kimwe n'imbwebwe na za mbuni, kuko navubuye amazi rwagati mu butayu, n'inzuzi zigatemba ahantu h'amayaga, kugira ngo nuhire umuryango wanjye nihitiyemo,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

21umuryango nihangiye, kandi uzahora uvuga ibisingizo byanjye.

### Urubanza rw'Uhoraho n'umuryango we

22Yakobo, uwo watakambiye si jyewe, kuko umaze igihe waranyibagiwe, Israheli we !

23Ntiwanzaniye intama kugira ngo uzintwikire, kandi ntiwanyubahirije untura ibitambo byawe. Sinigeze nguhatira kunzanira amaturo atabarika, cyangwa ngo nkunanize nkwaka ububani.

24Nta bwo wigeze ungurira imibavu utanze ku byawe, cyangwa ngo mpage ibinure by'intama zawe ! Ahubwo wangeretseho ibyaha byawe, urananiza kubera amafuti yawe.

25Nyamara jye ni ko meze ; ku bw'izina ryanjye, nkubabariye ibyaha byawe, sinzibuka amakosa yawe.

26Ibuka umbwire ibyo unshinja maze tuburane. Ni byo rwose, ngaho garagaza ingingo ushingiraho.

27Umukurambere wawe , na we ni ko yancumuyeho, abavugizi bawe barangomera,

28nuko nsuzuguza ab'ingenzi mu batware bawe, Yakobo ndamutanga ngo arimburwe, Israheli nyegurira abashinyaguzi.

## Izayi 44

### Israheli izasenderezwa imigisha y'Uhoraho

1Ariko noneho, tega amatwi, Yakobo, mugaragu wanjye, Israheli, nihitiyemo.

2Avuze atya Uhoraho wakuremye, uwaguhanze kuva ukiri mu nda ya nyoko, kandi n'ubu akaba akigufasha: Witinya, Yakobo, mugaragu wanjye, uwo nishumbushije kandi nihitiyemo,

3kuko uwishwe n'inyota nzamuha amazi, uwumiranye mubere isoko idudubiza ; nzasendereza umwuka wanjye mu rubyaro rwawe, n'umugisha wanjye ku nkomoko yawe.

4Bazakura nk'ibyatsi mu gihe cy'imvura, cyangwa nk'urufunzo ku nkombe z'imigezi.

5Umwe azavuga ati «Neguriwe Uhoraho», undi azitwe izina rya Yakobo, undi na we yandike ku kiganza cye, ati «Ndi uw'Uhoraho», kandi yihimbe izina rya Israheli.

### Uhoraho ni we Mana yonyine

6Avuze atya Uhoraho, Umwami wa Israheli, uwayicunguye, Uhoraho, Umugaba w'ingabo: Ni jye ntangiriro, nkaba n'iherezo, nta yindi mana ibaho, itari jye.

7Ni nde uhwanye nanjye? Ngaho nafate ijambo, avuge uko biri, kandi


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

anabinsobanurire! Ibyabaye kuva kera nabivuge uko biteye, ahereye ubwo nshyizeho imbaga nyamwinshi, n'ibigomba kuzaza na byo abibarondorere!

8Mwihinda umushyitsi, kandi mwitinya! Narabibabwiye, mbibamenyesha kuva kera! Si mwebwe se bagabo bo kubihamya? Hari indi mana yindi ibaho, itari jye? Kandi nta rundi Rutare rubaho, naba ntazi!

### Ibigirwamana ni amanjwe

9Abakora ibigirwamana bose, nta cyo bari cyo, ibyo bashushanya na byo nta cyo bimaze ; ababiramya na bo ntibagira icyo babona cyangwa ngo bumve, bigatuma bakorwa n'isoni.

10Ni nde wigeze kubumba ikigirwamana, agashongesha ishusho ryacyo nta nyungu akuramo?

11Ababiyobotse bose bazakorwa n'ikimwaro, kuko ababikora ari abantu gusa. Nibiyegeranye, maze biyerekane: bose icyarimwe bazahinda umushyitsi, kandi bakorwe n'isoni !

12Umucuzi w'icyuma abanza kugikata, akagishyira mu makara yaka, akagicurisha inyundo, akoresheje ingufu z'ukuboko kwe. Ariko se iyo ashonje bigenda bite ? Agwa isari. Naho se iyo atanyoye amazi? Agwa agacuho.

13Umubaji w'amashusho y'ibiti akoresha umugozi, agashushanya icyo ashaka, akagikatisha imakasi. Ariko nanone, akoresha icyuma cyabigenewe, akagiha imisusire nk'iy'umuntu, n'ubwiza bw'uruhanga rw'umuntu, kugira ngo agishyire mu ngoro.

14Yihitiramo isederi kugira ngo ayiteme, afata gereveriya cyangwa umushishi yari yararetse ngo bikure mu bindi biti by'ishyamba, cyangwa se agafata pinusi yari yarateye, maze igakuzwa n'imvura.

15Ubusanzwe izo ni inkwi zo gucana; uwo muntu na we azifataho maze akazicana, akisusurutsa, akazitekesha umugati. Nyuma y'ibyo, ibisigaye akabikoramo ikigirwamana akagipfukamira, agakuramo ishusho, akaryunamira.

16Igice kimwe cy'igiti agicanisha umuriro, akawugerekaho inyama zo kwirira; akarya, agahaga; agasusuruka maze akavuga ati «Yayaaaa, noneho nshize imbeho! Mbega ukuntu ari byiza kureba umuriro!»

17Mu giti gisigaye, agakoramo imana ye, ikigirwamana yunamira, akanagipfukamira, akagisenga, agira ati «Ngoboka, kuko ari wowe mana yanjye!»

18Bene abo bantu nta kenge na mba, ntibazi gusesengura ibintu, kuko amaso yahumye, ku buryo batabona na busa, imitima yabo na yo iranangiye nta cyo yumva.

19Nta n'umwe ugarura umutima, ngo yumve, anasesengure ku buryo yagira ati «Igice kimwe nakimariye mu muriro, nteka umugati ku makara, notsa inyama maze

ndazirya; none igisigaye singiye kugikoramo ishyano, ngo nuname imbere y'ingeri y'igiti !»

20Ahubwo yiziritse ku ivu, umutima we wacuramye uramuyobya, nta bwo azigera agobotorwa! Ntanarushya yibaza ati «Aho iki mfite mu ntoki si amanjwe ?»

### Israheli isubireho

21Yakobo we, ibuka ibi ngibi, Israheli, uri umugaragu wanjye, narakwihangiye ngo umbere umugaragu, wowe Israheli, sinzakwibagirwa.

22Nahanaguye ubugome bwawe nk'igicu, ibyaha byawe mbimaraho nk'igihu ; ngarukira kuko nakwicunguriye.

23Ijuru nirisabwe n'ibyishimo, kuko Uhoraho yakoze, ikuzimu mu nsi y'isi nihirangire, imisozi ndetse n'ishyamba kumwe n'ibiti byaryo byose nibitere urwamo rw'ibyishimo, kuko Uhoraho yacunguye Yakobo, akagaragaza ikuzo rye muri Israheli.

### Israheli izarokorwa na Sirusi intumwa y'Uhoraho

24Avuze atya Uhoraho, umurokozi wawe, uwakwihangiye kuva ukiri mu nda ya nyoko: Ni jye Uhoraho, uwahanze ibintu byose! Naguye ijuru, jyewe jyenyine, ndambura isi nta n'umwe twari kumwe.

25Noneho rero, ibinyoma by'abacunnyi mbihinduye ubusa, abapfumu mbateye kuvugishwa, abahanga mbashubije inyuma, n'ubuhanga bwabo mbuhinduye amanjwe.

26Mpaye agaciro gakomeye ijambo ry'umugaragu wanjye, umugambi w'intumwa zanjye nywuzuze. Ku byerekeye Yeruzalemu ndavuze nti «Niturwe», n'imigi ya Yuda nti «Niyongere yubakwe, ibyasenyutse nzabisana.»

27Mbwiye inyanja nti «Kama, imigezi yawe ngiye kuyumutsa!»

28Kuri Sirusi ndavuze nti «Ni umushumba wanjye.» Ibinshimisha byose, azabigeraho, atangaze kuri Yeruzalemu, ati «Niyongere yubakwe», naho ku Ngoro ati «Niyubakwe bundi bushya!»

## Izayi 45

### Ubutumwa bwahawe Sirusi

1Uhoraho abwiye atya Sirusi, uwo yisigiye amavuta y'ubutore: Ngushyigikirishije ukuboko kwanjye kw'iburyo, kugira ngo amahanga nyacishe bugufi imbere yawe, kandi ngo ngukingurire inzugi, maze imiryango ikinguke imbere yawe.

2Jyewe ubwanjye nzakugenda imbere, ahari udusindu nzaharinganiza, inzugi z'umuringa nzimenagure, ibihindizo by'ibyuma mbicagagure.

3Nzaguha ubutunzi buri mu bubiko, nguhe ubukungu buhishe ahatagaragara, bityo


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

uzamenye ko ndi Uhoraho, Imana ya Israheli, uguhamagara mu izina ryawe.

4Koko rero, Yakobo, umugaragu wanjye, na Israheli nihitiyemo, yatumye nguhamagara mu izina ryawe; nkwita izina, n'ubwo wowe utanzi.

5Ni jye Uhoraho nta wundi ubaho, uretse jye, nta yindi mana ibaho. Nagukenyeje umukandara, kandi utanzi,

6kugira ngo iburasirazuba kimwe n'iburengerazuba, bamenye ko uretse jye ibindi ari ubusa; ni jye Uhoraho, nta wundi ubaho.

7Mbeshaho urumuri, nkarema umwijima, ntanga amahirwe, ngateza n'amakuba: ni jye Uhoraho ukora ibyo byose.

8Ijuru niritonyange nk'ikime, ibicu bigushe ubutabera, isi nibumbuke, maze umukiro usagambe, ubutabera buhere ko buba umumero! Ngibyo ibyo jye Uhoraho, nihangiye.

### Ni nde muntu washobora kuvuguruza Uhoraho?

9Aragowe umuntu, ikibindi mu bindi, witotombera uwamubumbye! Ibumba se ryabaza uribumba, riti «Urakora iki ?», cyangwa se icyo ukoze kikakubwira ngo «Uri umuswa!»

10Aragowe ubaza se w'umwana, ati «Wabyaye mwana nyabaki ?» akabaza nyina w'umwana, ati «Waruhutse iki ?»

11Avuze atya Uhoraho, we wahanze Israheli, akaba na Nyir'ubutagatifu wayo: Ahari aho mwaba ari mwe mumbaza ibyerekeye abahungu banjye! Mbese muntegeka ku byo niremeye n'ibiganza byanjye ?

12Ni jye ubwanjye wahanze isi, nyiremeraho abantu bayituye ; ni jye waguye ijuru n'ibiganza byanjye, mpa amategeko ingabo zaryo zose.

13Ni jye wahagurukije uwo muntu, nkurikije umugambi wanjye, kandi nkazaringaniza amayira ye yose. Ni we uzongera kubaka umugi wanjye, akazagarura abanjye bajyanywe bunyago, nta kiguzi ahawe cyangwa impongano. Uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo ubivuze.

### Israheli izakizwa n'Uhoraho

14Uhoraho avuze atya: Urwunguko rwo mu Misiri, ubucuruzi bw'i Kushi, n'abantu b'i Seba, abagabo barebare cyane, bazaza iwawe kandi babe abawe, bakugende inyuma, baboheshejwe iminyururu. Bazagupfukama imbere, bagutakambire bati «Usibye iwawe honyine, nta handi hari Imana; izindi mana zose ni amanjwe!»

15Ariko mu by'ukuri, uri Imana itagaragara, Mana ya Israheli, wowe utanga umukiro.

16Dore bose uko bangana, bakozwe n'isoni, abacuzi n'ababaji b'amashusho bakozwe n'ikimwaro.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17Israheli izakizwa n'Uhoraho, kandi azaba ayikijije burundu ; mwebwe rero, ntimuteze kuzakorwa n'isoni, ntimuzanagira ikimwaro bibaho.

18Uhoraho, Umuremyi w'ijuru, we Mana yaremye isi akayitunganya, akayikomeza kandi ntayiremere kuba umurangara, ahubwo kugira ngo iturwe; avuze atya: Ni jye Uhoraho, nta wundi ubaho.

19Nta bwo navugiye mu bwihisho, cyangwa mu mfuruka yijimye y'isi, sinabwiye urubyaro rwa Yakobo ngo «Nimunshakashakire aho ntari !» Ni jye Uhoraho: mvuga ikiri ukuri, ngatangaza igitunganye!

### Amahanga azahindukirira Uhoraho

20Nimukorakorane maze muze, nimungane mwese icyarimwe, abarokotse bo mu mahanga. Nta bwenge bagira, abatambagiza amashusho yabo y'ibiti, kandi bagasenga imana idashobora kubakiza.

21Ngaho nimuvuge ingingo zanyu, muzibonere na gihamya ; ndetse tujye n'inama ! Ni nde wamenyekanyije ibyo ngibyo mu bihe byahise, akaba yarabitangaje kuva kera na kare ? Si jyewe Uhoraho? Kandi nta yindi mana ibaho uretse jye. Koko nta yindi mana y'ukuri kandi itanga umukiro ibaho, uretse jyewe jyenyine.

22Ngaho nimungarukire, maze mubone gukizwa, mwebwe mwese abatuye mu mpera z'isi, kuko ari jye Mana, akaba nta yindi ibaho.

23Jyewe ubwanjye, narabirahiriye, n'ibiturutse mu kanwa kanjye ni ukuri, ijambo ryanjye ntirivuguruzwa: icyitwa ivi cyose kizamfukamira, n'icyitwa ururimi cyose kinyirahire kiti

24«Ubutabera n'ububasha ni iby'Uhoraho wenyine.» Bose bazakorwa n'isoni, baze bamugana, abahoze bamurwanya.

25Ku bw'impuhwe z'Uhoraho, urubyaro rwose rwa Israheli ruzarenganurwa, kandi rusabagizwe n'ibyishimo.

## Izayi 46

### Imana z'i Babiloni zihanantuka

1Beli irasukuma, ngiyo na Nebo igiye kurunduka! Ibishushanyo byazo bihekeshejwe amatungo. Imitwaro iremereye mwajyaga mwikorera ngiyo ihetswe n'amatungo yananiwe.

2Arasukuma ndetse agiye gutemba, ntagishoboye no kuramira imitwaro yikoreye, na yo ubwayo ajyanywe bunyago.

3Nzu ya Yakobo, nimuntege amatwi, abarokotse mwese bo mu muryango wa Israheli, mwebwe nitayeho mukiri mu nda, nkabaheka mukivuka.

4Nzakomeza kubagenzereza ntyo kugeza mu busaza bwanyu, mbashyigikire kugeza

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ubwo muzamera imvi. Ni jye ubatabara, nkanabaterura, ni jye uzabavunikira kandi nkanabarengera.

5Mbese ubu mwandeshyeshya na nde, mukaba mwanyitiranya na we ? Ni nde mwangereranya na we, mukaba mwavuga ko dusa ?

6Bamwe bapfusha ubusa zahabu yabo, bagapima feza ku munzani, bagahemba umucuzi ngo abakorere ikigirwamana, nuko bakacyunamira, bakanagipfukamira.

7Ni bo bagishyira ku ntugu bakagiheka ; bakakigeza aho kiruhukira. Kiguma aho ubutanyeganyega ntikive mu mwanya wacyo, ugitakambiye ntikimusubize, cyangwa ngo kimukize umubabaro we.

8Nimwibuke ibyo kugira ngo murusheho kwibaza, nimwisubireho, mwa bahemu mwe;

9mwibuke ibyababayeho mbere, igihe cya kera: Koko ni jye Mana, nta yindi ibaho, ndi Imana, ibindi byose ni amanjwe ubigereranyije nanjye.

10Kuva mu ntangiriro, natangaje uko bizakurikirana, mu bihe byahise navuze ibitari byakorwa. Nuko ndavuga nti «Umugambi wanjye uzahoraho, n'ikinshimisha cyose nzagikora.»

11Nzahamagaza iburasirazuba igisiga kiryana, n'uwo nageneye kurangiza umugambi wanjye, muhamagaze mu gihugu cya kure, narawutangiye kandi nzawusohoza, narabyiyemeje, nkazabikora.

12Nimutege amatwi mwe, ab'imitima inangiye, kandi mukagendera kure ubutabera:

13Ubutabera bwanjye ngubu buri hafi, buregereje, n'umukiro wanjye ntugitinze ; nzashyira muri Siyoni umukiro wanjye, Israheli nyihe ubwiza bw'ikuzo ryanjye.

## Izayi 47

### Igihano cya Babiloni

1Hanuka wikubite hasi, wigaragure mu mukungugu, mwari, mukobwa wa Babeli, mukobwa w'Abakalideya, va ku ntebe y'ubwami, wigaragure ku butaka, kuko utazongera ukundi kwitwa «Akatarraboneka na Nyaguhirwa.»

2Fata urusyo maze usye ifu, pfukura imisatsi yawe, uhine ikanzu yawe, ugaragaze ibibero byawe, wambuke inzuzi ;

3ubwambure bwawe nibwitangaze, maze isoni zawe zigaragare !

4Uducungura ni Uhoraho, izina rye ni Umugaba w'ingabo, Nyir'ubutagatifu wa Israheli.

5Iyicarire mu mwijima winumire, mukobwa w'Abakalideya, kuko utazongera kwitwa ukundi «Umugabekazi».


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6Nari nararakariye umuryango wanjye, nsuzuguza umurage wanjye, mbagabiza ibiganza byawe; nyamara ntiwigeze ubagirira impuhwe, umusaza umushenguza imizigo yawe!

7Waribwiraga uti «Nzabaho iteka, nzahora nganje!» Ntiwatekereje uko ibintu bizagenda, ngo uzirikane amaherezo yabyo.

8Noneho rero, tega amatwi, wowe watengamaye, ukicara ku ntebe ya cyami nta cyo wishisha, wowe wibwiraga uti «Ni jye uriho, abandi ni ubusa ! Humura sinteze gupfakara, cyangwa ngo mpfushe abana.»

9Umunsi umwe, ibyo byago byombi bizakugwirira: ari ugupfusha abana, ari no gupfakara. Icyo cyago kizakugeraho, n'ubwo amayeri y'abapfumu bawe yiyongera ubutitsa.

10Wiringiye ubugome bwawe, uribwira uti «Nta we undeba.» Ariko «ubuhanga» bwawe ndetse n' «ubwenge» bwawe, ni byo byagushutse, noneho ukibwira uti «Ni jye uriho, abandi ni ubusa !»

11Ngaho rero icyago kirakugarije, kandi ntuzamenya aho ugihungira; ugiye kugusha ishyano, utazashobora kwikiza. Ni koko, bidatinze ugiye kurimbuka, ku buryo udashobora kubyiyumvisha.

12Nuko rero komera ku mayeri y'ubupfumu bwawe no ku mafuti witoje kuva mu buto bwawe, ahari byazakugirira akamaro, bikaguha gutera ubwoba.

13Wajijishijwe n'abakugira inama batabarika, none ngaho nibigaragaze, bagukize, abo bihaye kwigabanya ikirere, bitegereza inyenyeri, maze bakaguhanurira ibizaza bifashishije imboneko y'ukwezi !

14Ngaha bagiye kumera nk'ibyatsi bitwikwa n'umuriro, ntibazashobora no kuwiyaruramo, kuko utazaba ari inkekwe yo kwisusurutsa, cyangwa se igishyito cyo kwicarwa imbere.

15Nguko uko abo wahirimbaniye bazakumerera, abo waruhiye kuva mu buto bwawe bazigendera, umwe ace ukwe undi ukwe, nta n'umwe uzakurengera.

## Izayi 48

### Israheli imenyeshwa ibikorwa bishya

1Nzu ya Yakobo, nimutege amatwi ibi ngibi, mwebwe abitwa izina rya Israheli, mukaba mukomoka ku rubyaro rwa Yuda, mwebwe abarahirisha izina ry'Uhoraho, mukanitabaza Imana ya Israheli, ariko mu bitari ukuri no mu bidatunganye.

2Koko biyita «Ab'Umurwa Mutagatifu!» bakishingikiriza Imana ya Israheli, izina ryayo rikaba Uhoraho, Umugaba w'ingabo.

3Ibyababayeho mbere, nari narabibabwiye, byavuye mu munwa wanjye, ntuma


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bimenyekana, ako kanya ndabikora, kandi bibaho.

4Kuko nari nzi neza ko utumva, ijosi ryawe rireze nk'umukwege w'icyuma, n'uruhanga rwawe rukomeye nk'umuringa.

5Ibyo nakoze nabikumenyesheje mbere y'igihe, mbikumvisha mbere y'uko bibaho, kugira ngo utavaho uvuga uti, «Ni ishusho nibarije ribikoze», cyangwa se ngo «Ni ikigirwamana cyanjye gitanze aya mategeko.»

6Wumvise ibyahanuwe: none ngibi birujujwe. Ubu se wowe ntiwabitangaza? Ngaha noneho ngiye kuguhishurira ibishya, ibyo nazigamye, wowe utigeze umenya.

7Ubu ni ho bikimara kuremwa, nta bwo ari ibya kera, kugeza kandi uyu munsi, nta cyo wari ubiziho, kugira ngo utavaho uvuga uti «Ibi nari nsanzwe mbizi!»

8Nzi neza ko utigeze ubyumva, kandi ko nta n'icyo wigeze umenya, ko na mbere hose, ugutwi kwawe kutigeze kuzibuka; nkamenya neza ko wangambaniye incuro nyinshi, ukaba witwa «Umugome wabuvukanye.»

9Ariko kubera izina ryanjye, noroshya uburakari, ngirira n'ibisingizo bingenewe, bituma nifata, maze nkirinda kukurimbura.

10Dore narakugerageje ngo ngusukure, ntagucishije mu ruganda nk'ushongesha umuringa, ahubwo ngusukuza kugucisha bugufi.

11Nabikoreye kwanga kwitesha agaciro, none se nareka izina ryanjye rigasuzugurwa ? Ikuzo ryanjye nta wundi nzariha.

12Yakobo, ntega amatwi; Israheli, ni wowe mpamagara. Uko ni ko nteye: ndi intangiriro, nkaba kandi n'iherezo.

13Ni koko, isi yahanzwe n'ikiganza cyanjye, ukuboko kwanjye kw'indyo kwarambuye ijuru, ndabihamagara, ako kanya bikanyitaba.

14Nimukoranire hamwe mwese, maze muntege amatwi ! Ni nde muri mwe wamenyekanyije ibyo byose ? Koko, uwo Uhoraho akunda azamwuzuriza imigambi, amushoborere Babiloni n'inyoko yayo ngo ni Abakalideya.

15Ni koko, ni jye wabivuze, ni ukuri naramuhamagaye, ni jye watumye aza, kandi umurimo we azawusohoza.

16Nimunyegere kandi muntege amatwi: kuva mu ntangiriro, sinigeze mvugira mu bwihisho ; kandi kuva aho ibyo bibereye, nari ndiho.

**Inyigisho z'ibya kera**

Ubu rero ni Nyagasani Imana wanyohereje, ampa n'umwuka we.

17Avuze atya Uhoraho, Nyir'ubutagatifu wa Israheli, uwagucunguye: Ni jye Uhoraho, Imana yawe, ukwigisha ibikugirira akamaro, nkakuyobora mu nzira unyuramo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

18Nyamara iyo ujya kwita ku mategeko yanjye, amahoro yawe aba asendereye
nk'uruzi, n'ubutungane bwawe bukamera nk'imivumba yo mu nyanja ;

19urubyaro rwawe rwari kuzangana nk'umusenyi, abagukomokaho bakangana
nk'urusekabuye; izina ryawe ntiryari kuzasibangana, cyangwa se ngo ryibagirane
imbere yanjye.

### Nimuve muri Babiloni

20Nimusohoke muri Babiloni! Nimuhunge Abakalideya ! Nimurangurure amajwi
mubitangaze, nimubimenyekanishe, mubyamamaze kugera ku mpera z'isi, muvuga
muti «Uhoraho yacunguye Yakobo, umugaragu we !»

21Mu butayu aho yabajyanye, ntibigeze bicwa n'inyota, yabavuburiye amazi mu
rutare, koko yashije urutare, amazi aratemba.

22Nyamara abagome ntibateze kugira amahoro, uwo ni Uhoraho ubivuze.

## Izayi 49

### Indirimbo ya kabiri y'Umugaragu w'Uhoraho

1Birwa, nimunyumve; bihugu bya kure, muntege amatwi! Uhoraho yampamagaye
ntaravuka; nkiri mu nda ya mama, izina ryanjye yararivugaga.

2Umunwa wanjye yawugize nk'inkota ityaye, ankinga mu gacucu k'ikiganza cye,
angira nk'umwambi utyaye, ampisha mu mutana we.

3Yarambwiye ati «Uri umugaragu wanjye, (Israheli,) ni wowe nzagaragarizamo ikuzo
ryanjye.»

4Ariko jye naribwiraga nti «Naruhiye ubusa, mvunwa n'ibidafite akamaro.» Nyamara
Uhoraho ni we uzandenganura, igihembo nagiteguriwe iruhande rw'Imana yanjye.

5None ngaha, Uhoraho yabyivugiye, we wandemeye kumubera umugaragu, kuva
nkiri mu nda ya mama, kugira ngo mugarurire Yakobo, mukorakoranyirize Israheli;
guhera ubu rero, mfite ubutoni kuri Uhoraho, ububasha bwanjye bukaba ari Imana
yanjye.

6Yarambwiye ati «Gusubiranya imiryango ya Yakobo, no kugarura abarokotse ba
Israheli, ibyo ntibihagije ku mugaragu wanjye; ahubwo nakugeneye kuba urumuri
rw'amahanga, kugira ngo umukiro wanjye usakare kugera mu mpera z'isi.»

7Avuze atya Uhoraho, Umucunguzi; Nyir'ubutagatifu wa Israheli abwira umuntu
w'insuzugurwa , uwo abantu bareba nk'agaterashozi, umucakara w'abategekesha
igitugu, ati «Abami ndetse n'ibikomangoma bazareba bahaguruke, bapfukamire
Uhoraho kuko ari indahemuka, akaba Nyir'ubutagatifu wa Israheli wakwihitiyemo.»

8Uhoraho avuze atya: Igihe cy'ubutoneshwe naragusubije, ku munsi wo gukizwa
naragutabaye, ndaguhanga, nkugenera kuvugurura isezerano nagiranye n'imbaga

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nyamwinshi, kugira ngo mbyutse igihugu, maze nsubize iminani abari barayinyazwe.

9Imfungwa nzazibwire nti «Nimusohoke» n'abari mu mwijima nti «Nimujye ahabona.»

### Ukugaruka kw'abajyanywe bunyago

Iruhande rw'inzira, bazahabona ubwatsi, ku misozi yose y'agasi, bazahagire urwuri.

10Inzara n'inyota ntibizabica, icyocyere cy'umusenyi cyangwa izuba ntibizabageraho; kuko ubakunda bihebuje azabayobora, akaberekeza ku masoko y'amazi afutse.

11Ku misozi yose nzahahanga inzira, n'imihanda yanjye nyabagendwa iringanizwe.

12Ngabo baraje, baturutse iyo bigwa, bamwe mu majyaruguru no mu burengerazuba, abandi baturutse mu gihugu cya Asuwani.

13Ijuru nirivuze impundu, isi nisabagire, imisozi itere indirimbo z'ibyishimo, kuko Uhoraho yahumurije umuryango we, abakozwaga isoni, akabereka urukundo rwe.

### Yeruzalemu yongera kubakwa, igaturwa

14Siyoni yaravugaga iti «Uhoraho yarantereranye, Nyagasani yaranyibagiwe.»

15Mbese ye, umugore yakwibagirwa umwana yonsa ? Ese yaburira impuhwe umwana yibyariye ? Kabone n'aho we yarengwaho, jyewe sinzigera nkwibagirwa.

16Dore nakwanditse mu kiganza cyanjye, inkike zawe nzihozaho ijisho ubudahumbya.

17Abubatsi bawe ngabo baraje, naho abagusenya n'abagusahura barahunze.

18Raranganya amaso hirya no hino, maze urebe: bose bakoranye, baje bakugana. Ndahije ubuzima bwanjye, bose bazagutaka nk'umurimbo, ubakenyere nk'umweko w'umugeni. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

19Igihugu cyawe cyahindutse amatongo, cyari cyarasahuwe kandi kidatuwe, guhera ubu kizabana gito abaturage bawe, abakubuzaga uruhumekero bazaguhunge.

20Abana wari waranyazwe, bazakubwira bati «Hano habaye impatanwa! Duhe aho dutura! Nimwiyegeranye tubone aho dukwirwa.»

21Nuko mu mutima wawe uzibaze uti «Aba se bo, nababyariwe na nde ? Jye ko nari naraciwe ku bana, naragumbashye, narajyanywe bunyago, nkaba n'igicibwa; aba bo bakujijwe na nde ? Ko naherutse nsigara jyenyine, bariya bo babaga he ?»

22Nyagasani Uhoraho avuze atya: Ngiye kwerekeza ikiganza cyanjye ku mahanga, nzamure ibendera ryanjye, ibihugu biribone: bazane abahungu bawe babatwaye mu maboko, abakobwa bawe babahetse ku ntugu.

23Abami bazakurera, abagore babo bakonse. Bazakunamira bakoze uruhanga ku

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

butaka, barigate umukungugu wo mu birenge byawe. Bityo uzamenye ko ndi Uhoraho, n'uko abanyiringira batazakorwa n'ikimwaro.

24Mbese intwari yakwamburwa umunyago wayo? Imfungwa yaboshywe n'igihangange yo se, yagobotorwa ?

25Nyamara, dore uko Uhoraho yavuze: Uwaboshywe n'intwari azagobotorwa, n'umuryango wanyazwe n'igihangange uzagaruzwa. Uguteraho amahane, ni jye uzamurwanya, abahungu bawe, ni jye uzabakiza.

26Abagutegekesha igitugu, nzabagaburira imibiri yabo, bazasinde amaraso yabo bwite, boshye abasinze divayi nshya, maze ibinyamubiri byose bimenyereho ko Umukiza wawe ari jyewe Uhoraho, Umucunguzi wawe, Indatsimburwa ya Yakobo.

## Izayi 50

### Uhoraho nta bwo yatereranye umuryango we burundu

1Uhoraho avuze atya: Ruri hehe urwandiko rw'ubusende, ruhamya ko nirukanye nyoko? Cyangwa se, ni nde mbereyemo umwenda, nkaba naramubahayeho ubwishyu? Nuko rero, mwagurishijwe ku mpamvu y'ibyaha byanyu, na nyoko asendwa kubera imyivumbagatanyo yanyu.

2Bishoboka bite! Naraje sinagira n'umwe mbona! Mpamagaye, ntihagira unyitaba? Mbese, ukuboko kwanjye kwaba ari kugufi cyane, ku buryo kutabasha kubakiza? Ni ukuvuga se ko ntabona imbaraga zo kubacungura? Dore ngiye gukamya inyanja n'igitero cyanjye, imigezi na yo nyihindure ubutayu, amafi yicwe n'icyorezo kuko yabuze amazi.

3Ijuru nzaryambika ibyirabura, maze ndyorose ibigunira.

### Indirimbo ya gatatu y'Umugaragu w'Uhoraho

4Nyagasani Uhoraho yampaye ururimi, ambwira icyo mvuga kugira ngo menye kuramira uwarushye. Buri gitondo arankangura, akanyigisha gutega amatwi nk'abigishwa.

5Nyagasani Uhoraho yanzibuye amatwi, nanjye sinabyangira, ndetse sinatezuka.

6Nategeye umugongo abankubitaga, imisaya yanjye nyitegeza abamfuraga ubwanwa; uruhanga rwanjye sinaruhisha abantukaga, bancira mu maso.

7Cyakora Nyagasani Uhoraho arantabara, agatuma ibitutsi bitanca intege. Uruhanga rwanjye ndarukomeza nk'ibuye, kandi nzi ko ntazakorwa n'ikimwaro.

8None se ko undenganura ari hafi, ni nde watinyuka kumburanya ? Naze tujyane imbere y'umucamanza! Ni nde uzanshinja mu rubanza ? Ngaho niyigaragaze, maze anyegere!

9Ni byo rwose, Nyagasani Uhoraho arantabara; ni nde rero wanshinja icyaha ? Koko

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

abo bose bazasaza nk'umwambaro, maze bazaribwe n'inzukira.

10 Mbese muri mwe haba hari utinya Uhoraho, agatega amatwi ijwi ry'umugaragu we, none akaba agenda mu mwijima, ntagire urumuri na busa abona ? Uwo nguwo niyiringire izina ry'Uhoraho, yishingikirize Imana ye.

11 Naho mwebwe abacana umuriro, mukitwaza imyambi igurumana, nimujye mu gishyito cy'umuriro wanyu, rwagati mu nkongi y'umuriro mwicaniye. Kuko ibyo muzabigiririrwa n'ikiganza cyanjye, mukazapfana umubabaro.

## Izayi 51

### Agakiza ka Siyoni kazabaho iteka

1 Nimunyumve, mwe abaharanira ubutabera, mwe mushakashaka Uhoraho. Nimwitegereze urutare mwabajwemo, mutekereze inganzo mwacukuwemo.

2 Nimwitegereze so, Abrahamu, na Sara wababyaye. Koko, yari wenyine igihe muhamagaye, nyamara namuhaye umugisha, ngwiza urubyaro rwe.

3 Ni koko, Uhoraho ahumurije Siyoni, agiriye impuhwe amatongo yayo yose; ubutayu bw'aho, abuhinduye nka Edeni, amayaga y'aho, ayagira ubusitani bw'Uhoraho. Bazahasanga ibyishimo n'umunezero, indirimbo n'imbyino zo gushimira.

4 Nimunyumve neza, muryango wanjye, namwe ab'Umurwa wanjye, muntege amatwi: kuko amategeko ari jye aturukaho, imanza zanjye zikaba urumuri rw'amahanga.

5 Ubutabera bwanjye buregereje, agakiza kanjye kasesekaye, ukuboko kwanjye kugiye gucira amahanga imanza. Ibirwa bizangirira icyizere, bitegereze ububasha bw'ukuboko kwanjye.

6 Nimwubure amaso murebe ejuru, hanyuma mwuname murebe hasi ku butaka: koko, ijuru rizayoka nk'umwotsi, naho isi isaze nk'umwambaro, abayituye bapfe nk'udukoko. Ariko agakiza kanjye kazabaho iteka ryose, ubutabera bwanjye ntibuzashira.

7 Nimuntege amatwi, mwe abazi ubutabera, muryango w'abashyinguye amategeko yanjye mu mutima: mwitinya amenyo y'abasetsi, cyangwa ngo ibitutsi byabo bibakangaranye,

8 kuko bazaribwa n'inzukira boshye umwambaro, umuswa ukabamunga nk'ubwoya bw'intama. Nyamara ubutabera bwanjye n'agakiza kanjye bizabaho iteka ryose, uko ibihe bigenda bisimburana.

### Baratakambira Imana ikiza

9 Haguruka, haguruka! Wambare ububasha, Uhoraho Munyamaboko! Haguruka nko ku minsi y'ibihe byahise, nko mu bisekuruza bya kera. Si wowe se watemaguye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Rahabu , ugahinguranya icyo kiyoka?

10Si wowe se wakamije inyanja, n'amazi yayo magari, ugahanga inzira mu nsi yayo, kugira ngo abarokotse batambuke?

11Abarokotse b'Uhoraho bazagaruka, binjire muri Siyoni baririmba, ibyishimo bidashira bizahora biranga uruhanga rwabo, basabwe n'ibyishimo n'umunezero, kuko amarira n'amaganya bizaba byarangiye.

12Ni jyewe, ni jye ubwanjye ubahumuriza: ni iki cyatuma utinya uwagenewe gupfa, mwene muntu, umeze nk'icyatsi?

13Waba se waribagiwe Uhoraho waguhanze, akarambura ikirere, agahanga n'isi? Ni iki gituma uhinda umushyitsi umunsi wose ubudatuza, imbere y'uburakari bw'ugutegekesha igitugu, nk'aho afite ububasha bwo kukurimbura ? Uburakari bw'umugome se bushingiye he ?

14Ni akanya gato uwari yarapfukiranywe, akishyira akizana, ntazapfa cyangwa ngo ajye mu nyenga y'ikuzimu, ntazigera abura umugati wo kurya.

15Ni jye, Uhoraho Imana yawe, usimbagiza inyanja, imivumba ikoroma, izina ryanjye rikaba: Uhoraho, Umugaba w'ingabo.

16Nashyize amagambo yanjye mu munwa wawe, nkugamisha mu gicucu cy'ukuboko kwanjye, igihe nashyiragaho ijuru, ngahanga n'isi, ari bwo nabwiraga Siyoni nti «Ni wowe muryango wanjye.»

### Uhoraho azabyutsa Yeruzalemu

17Zanzamuka, zanzamuka, uhaguruke Yeruzalemu ! Wowe Uhoraho yasomeje ku nkongoro y'uburakari bwe ; igikombe cy'ibisindisha, urakinywa, urakiranguza.

18Mu bahungu wabyaye, nta n'umwe waguhembuye, mu bo wareze ukabakuza, nta n'umwe wagusindagije.

19Ibyago bibiri kandi bisa birakugarije: isenywa n'ukurimburwa, inzara n'intambara. Ni nde uzakuririra? Ni nde uzaguhumuriza ?

20Abahungu bawe ngabo bararambaraye, barasambagurika ku mayira yose, boshye impongo zafashwe mu mutego, bazira uburakari bw'Uhoraho, n'igihano cy'Imana yawe.

21Ubu rero, tega amatwi ibi ngibi, wa nsuzugurwa we y'umusinzi, ariko utabitewe na divayi !

22Avuze atya Umutegetsi wawe, Uhoraho Imana yawe, we wemera kujya impaka z'umuryango we: Dore nakuye mu biganza byawe igikombe cy'ibisindisha, inkongoro y'uburakari bwanjye, guhera ubu ntuzongera kuyisomaho ukundi.

23Nzayishyira mu biganza by'abakubuza uburyo, abakubwiraga bati «Rambarara,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

tubone uko dutambuka», nuko ukabategera umugongo nk'aho uri ubutaka, cyangwa umuhanda waharuriwe abagenzi.

## Izayi 52

### Uhoraho azagarukira Siyoni

1Kanguka, kanguka, Siyoni, usubirane ishema ryawe! Yeruzalemu, murwa mutagatifu, ambara imyambaro yawe y'ikuzo, kuko guhera ubu, utagenywe n'uwahumanye batazongera kukwinjiramo ukundi.

2Hehe n'umukungugu, ihungure maze uhaguruke, Yeruzalemu, wowe wari imbohe! Ngaho ikuremo izo ngoyi zikuri mu ijosi, wa mfungwa we, mwari wa Siyoni!

3Uhoraho avuze atya: Mwagurishijwe ku buntu, nanone muzacungurwa nta feza ibatanzweho.

4Koko Nyagasani Uhoraho avuze atya: Ubwa mbere umuryango wanjye waramanutse, usuhukira mu Misiri, hanyuma Ashuru irawigarurira, iwicisha agahato;

5none se, ubu nungutse iki? Uwo ni Uhoraho ubivuze. Kubona umuryango wanjye urengana nta mpamvu, abawushikamiye bakaba baganje, kandi izina ryanjye ritukwa buri munsi, ubudatuza! Uwo ni Uhoraho ubivuze.

6Guhera ubu rero, umuryango wanjye uzamenya izina ryanjye; uwo munsi ukazamenya ko ari jye uvuga nti «Ndaje.»

7Mbega ngo biraba byiza kurabukwa mu mpinga y'imisozi, ibirenge by'intumwa izanye inkuru nziza, ivuga amahoro, igatangaza amahirwe, ikabwira Siyoni iti «Imana yawe iraganje!»

8Umva ukuntu abarinzi bawe, bahanikiye icyarimwe ijwi ry'ibisingizo, kuko biboneye n'amaso yabo Uhoraho agaruka muri Siyoni.

9Matongo ya Yeruzalemu, nimuhanike, murangururire icyarimwe amajwi y'ibisingizo, kuko Uhoraho ahumurije umuryango we, agacungura Yeruzalemu.

10Uhoraho agaragaje mu maso y'amahanga ububasha bw'ukuboko kwe gutagatifuza, bityo, impande zose z'isi zizabone agakiza k'Imana yacu.

11Nimugende, nimusohoke muve hano; ntimugire icyo mukoraho cyahumanye, nimusohoke rwagati muri Babiloni; nimwisukure, mwe abatwaye ibintu byeguriwe Uhoraho.

12Ntimuzasohoke mwihuta, cyangwa ngo mugende mudagadwa; kuko Uhoraho ari we uzabagenda imbere, akabajya n'inyuma, we Mana ya Israheli.

### Indirimbo ya kane y'Umugaragu w'Uhoraho

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Dore umugaragu wanjye azasagamba, azakuzwa, yererezwe asumbe byose.

14Nk'uko imbaga y'abantu yamubonye igakangarana, kuko yari yangiritse bitavugwa, imisusire ye nta ho igihuriye n'iy'umuntu, n'uburanga bwe ntibuse n'ubwa bene muntu,

15ni na ko bizatangaza amahanga menshi, abami nibamugera imbere bumirwe, kuko bazaba babonye icyo batigeze babwirwa, bakitegereza ikintu kitigeze kibaho.

## Izayi 53

1Ni nde wakwemera ibyo twebwe twumvise? Ni nde wahishuriwe ukuboko kwa Nyagasani?

2Yakuriye imbere y'Uhoraho nk'umumero ushibutse, ameze nk'umuzi wanamye mu gitaka cyumiranye: nta buranga, nta n'igikundiro byo kurembuza amaso yacu, yewe nta n'igihagararo cyamutera igikundiro.

3Yari yasuzuguwe kandi yatereranywe n'abantu, umunyamibabaro n'umumenyerane w'ibyago; mbese nk'uwo bagera imbere, bakipfuka mu maso, kuko yari asuzuguritse, twese nta we umwitaho.

4Nyamara kandi, ni imibabaro yacu yari yikoreye, ni ibyago byacu byari bimuremereye; ariko twe, tukamubonamo uwahawe igihano, nk'uwibasiwe n'Imana ikamucisha bugufi.

5Nyamara we yahinguranyijwe kubera ibyaha byacu, ajanjagurirwa ibicumuro byacu: igihano cye cyadukomoreye amahoro, ibikomere bye tubikesha umukiro.

6Twese twarabuyeraga nk'intama zazimiye, tugenda intatane, buri wese atomereye inzira ye, maze Uhoraho amugerekaho ububi bwacu bwose.

7Yarashinyaguriwe, ariko yicisha bugufi, ntiyabumbura umunwa, boshye umwana w'intama bajyanye mu ibagiro, cyangwa intama yicecekera imbere y'abayogosha ubwoya, na we ntiyaruhije abumbura umunwa.

8Yafashwe ku gahato, bamucira urw'akarengane, kandi nta n'umwe wigeze amwitaho. Ni koko, yakuwe mu isi y'abazima, ahanirwa ubugome bw'umuryango we.

9Yahambwe hamwe n'abagiranabi, imva ye ishyirwa hamwe n'iy'abakungu, n'ubwo we nta bugome yigeze agira, akaba nta n'ikinyoma cyigeze mu munwa we.

10Uhoraho yashatse kumujanjaguza imibabaro, kandi namara gutura ubuzima bwe ho impongano z'ibyaha, azabona abamukomokaho, azarambe, maze azuzuze atyo umugambi w'Uhoraho.

11Nyuma y'iyo mibabaro yose, azabona urumuri, azanezerwe; namara kumenyekana ko ari intungane, azageza benshi ku butungane. Umugaragu wanjye azakiranura imbaga y'abantu, kuko yikoreye ubwe ibicumuro byabo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12Ni cyo gituma nzamugenera umugabane mu bihangange, akazagabana umunyago n'abanyamaboko; kuko ubwe yigabije urupfu, akabarirwa mu banyabyaha. Ubwe yikoreye ibicumuro by'imbaga, nuko atakambira abagiranabi.

## Izayi 54

### Yeruzalemu, umugeni w'Uhoraho

1Vuza impundu, wa ngumba we itakibyara; ishime kandi ubyine, wowe utakiramukwa, kuko ngaba, baje ari benshi abahungu b'umugore w'intabwa, bararuta ubwinshi ab'umugore ufite umugabo, uwo ni Uhoraho ubivuze.

2Agura ikibanza cy'ihema ryawe, inkingi zo mu mazu yawe bazimure. Ntugire kandi icyo uzigama, ungura imigozi yawe n'imambo zawe uzishimangire,

3kuko ugiye kugwira, haba iburyo cyangwa ibumoso, abana bawe bazazungura amahanga, bature mu migi yari yaribagiranye.

4Wigira ubwoba, kuko utazakorwa n'ikimwaro, wimanjirwa, kuko utazongera gukozwa isoni, ukazibagirwa ikimwaro cyo mu bukumi bwawe, n'umugayo wo mu bupfakazi bwawe ntuwibuke ukundi.

5Kuko uwaguhanze ari we mugabo wawe, izina rye rikaba Uhoraho, Umugaba w'ingabo; uwagucunguye, Nyir'ubutagatifu wa Israheli, yitwa Imana y'isi yose!

6Mugore w'intabwa kandi ushavuye, Uhoraho aguhamagaye, agira ati «Umugore wo mu busore bwanjye se yasendwa?» Iyo ni Imana yawe ibivuze.

7Nabaye ngutaye akanya gato, ariko kubera impuhwe nguhoranira, ngiye kugucyura.

8Mu burakari bwinshi nagize, naguhishe uruhanga rwanjye akanya gato, ariko mu rukundo ruzira iherezo ngufitiye, ngiye kukugaragariza impuhwe zanjye, uwo ni Uhoraho, uwagucunguye, ubivuze.

9Bizamera nko mu gihe cya Nowa, ubwo ndahiye ko amazi atazongera kurengera ku isi; nko muri icyo gihe cya Nowa, ni na ko narahiye ko ntazongera kukurakarira, no kutazasubira kukwirukana ukundi.

10N'iyo imisozi yava mu myanya yayo, ndetse n'udusozi tugahungabana, urukundo rwanjye ntiruzavaho, n'isezerano ryanjye ry'amahoro ntirizahugana, uwo ni Uhoraho ubivuze, ukugaragariza impuhwe ze.

### Yeruzalemu nshya

11Wagize ibyago, uhuhwa n'umuyaga ubura uguhumuriza, none dore, amabuye yawe ngiye kuyakikizaho imitako, bityo nkubake ku masarabwayi abengerana.

12Inkuta zawe nzazubakisha amabuye atukura, inkike zawe nzizengurutseho amabuye y'agaciro gakomeye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Abahungu bawe bose bazaba abigishwa b'Uhoraho, kandi bazagira amahoro,
atagira uko angana.

14Uzashingira imizi ku butabera, ubwo ukize ugushikamira, nta cyo uzatinya; kuko
ukize uwagukangaranyaga, akaba atazongera kukwegera.

15Niba bashaka no kukugambanira, ibyo si jye bizaba biturutseho; ariko uzagutera
wese, azakuzira!

16Dore ni jye waremye umucuzi uvuguta umuriro w'amakara, agacura igikoresho
kimufitiye akamaro; ni jye kandi waremye umuntu ugenewe kurimbura!

17Intwaro yose yakorewe kukurwanya, ntizabigeraho, ururimi rw'uzaguhagurukira
mu rubanza, uzarushinja ikinyoma. Nguwo umugabane uzigamiwe abagaragu
b'Uhoraho; ngubwo uburenganzira mbahaye. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

## Izayi 55

### Nimuze mwebwe mwese, abafite inyota

1Yemwe, abafite inyota, nimugane ku mazi, n'iyo mwaba mudafite feza, nimuze
mwese! Nimusabe ingano zo kurya ku buntu; nimuze kandi munywe amata na divayi
nta feza, nta n'ubwishyu!

2Kuki mwatagaguza feza yanyu ku biribwa bitari byo, n'imari yanyu mukayitanga ku
bidashobora kubahaza? Nimutege amatwi rero munyumve, kandi murye ikiri cyiza;
muronkere ibyishimo byanyu mu biribwa biryohereye.

3Nimutege amatwi, nimunsange, mwumve maze muzabeho. Nzagirana namwe
isezerano rizahoraho, nzabakomereze ibyiza nasezeranyije Dawudi.

4Dore nari naramugize umuhamya mu miryango yose, aba umutware n'umutegetsi
w'amahanga.

5Nawe ihanga utazi, uzarihamagara, n'ihanga ritigeze rikumenya, rizakwirukira, ku
mpamvu y'Uhoraho, ari we Mana yawe, no kubera Nyir'ubutagatifu wa Israheli,
waguhaye ikuzo rye.

6Nimushakashake Uhoraho igihe agishobora kubonwa, nimumwiyambaze igihe akiri
hafi.

7Umugome nareke inzira ye, n'umugiranabi areke ibitekerezo bye. Nagarukire
Uhoraho uzamwereka impuhwe ze, ahindukirire Imana ikenutse ku mbabazi.

8Kandi ni koko, ibitekerezo byanyu si byo byanjye, n'inzira zanjye si zo zanyu, uwo
ni Uhoraho ubivuze.

9Nk'uko ijuru ryisumbuye cyane ku isi, ni na ko inzira zanjye zisumbye kure izanyu,
n'ibitekerezo byanjye bigasumba ibyanyu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Nanone kandi, nk'uko umvura n'urubura bimanuka ku ijuru, ntibisubireyo bitabobeje ubutaka, bitabumejejeho imyaka kandi ngo biyikuze, ngo bihe umubibyi imbuto, n'ifunguro rimutunga,

11ni na ko ijambo risohotse mu munwa wanjye: ritangarukaho amara masa, ritarangije ugushaka kwanjye, ngo risohoze icyo naritumye.

### Umwanzuro

12Ni koko, muzasohoka mu byishimo, mugaruke iwanyu amahoro. Aho muzanyura hose, imisozi n'udusozi bizasabagizwa n'ibyishimo, n'ibiti byose byo mu gasozi bikome mu mashyi.

13Ahari amahwa, hazamera umuzonobari, n'ahari igisura hazamere ibyatsi bihumura neza. Ibyo byose bizahesha Uhoraho ikuzo, bibe ikimenyetso gihoraho, kitazasibangana bibaho.

## Izayi 56

# IGICE CYA GATATU

### Amahanga yose azasingiriza Uhoraho mu Ngoro ye

1Uhoraho avuze atya: Nimuharanire ubutungane, mukurikize ubutabera, kuko umukiro wanjye wegereje, n'ubuntu bwanjye bugiye kwigaragaza.

2Arahirwa umuntu ubigenza atyo, mwene muntu ubikomeraho, akubahiriza isabato, ntayice, akirinda gukora ikibi icyo ari cyo cyose.

3Umunyamahanga wiziritse kuri Uhoraho ntakibwire ngo «Nta kabuza, Uhoraho azantandukanya n'umuryango we», cyangwa se inkone ivuge iti «Dore jye nsanzwe ndi igiti cyumye.»

4Kuko Uhoraho avuze atya: Abagabo b'inkone bubahiriza isabato yanjye, bagahitamo gukora ibinshimisha, kandi bagakomera ku Isezerano ryanjye,

5nzabazigamira mu Ngoro yanjye i Yeruzalemu inkingi iriho izina ryabo; ibyo bizababere byiza kuruta abahungu n'abakobwa. Nzabaha izina rizahoraho ubutazasibangana.

6Naho abanyamahanga bizirika kuri Uhoraho, bakamuyoboka bakunze izina rye kandi bakamubera abagaragu, abo bose bubahiriza isabato, ntibayice, bagakomera ku Isezerano ryanjye,

7nzabazana ku musozi wanjye mutagatifu, nzatuma bishimira mu Ngoro yanjye bansengeramo. Ibitambo byabo bitwikwa n'andi maturo, bizakirwa ku rutambiro rwanjye, kuko Ingoro yanjye izitwa «Ingoro yo gusengerwamo n'amahanga yose.»

8Uwo ni Uhoraho ubivuze, we utarurukanya abajyanywe bunyago ba Israheli. Uretse n'abo nzaba narakoranyije, nzongera mbakoranyirizeho n'abandi.


© 2012, Bible Society of Rwanda.

### Abatware babi

9Nyamaswa zose zo mu gasozi, nimuze mwirishirize, ndetse namwe mwese, nyamaswa z'ishyamba!

10Abarinzi ba Israheli ni impumyi, bose uko bakabaye nta cyo bazi; ni nk'imbwa z'ibiragi, zidashobora kumoka, bararotagizwa, bakaryamira, bagahora bahunyiza;

11ariko kandi ni n'imbwa z'ibisambo: ntibazi kuvuga ngo «Turahaze», ngabo abitwa abashumba! Nta cyo biyumvira na mba, buri wese atomera ukwe; buri wese yishakira inyungu ye gusa.

12Baravuga bati «Nimuze, tujye gushaka divayi, tunywe ku kayoga gakaze, n'ejo bizagende bityo, ibinyobwa ntibibuze.»

## Izayi 57

1Intungane irapfa, ntihagire n'umwe bibabaza; abagiraneza barashimutwa, ntihagire ubarengera. Ni koko, intungane ziricwa zizira akarengane.

2Ariko rero, amahoro azaza, maze abakurikira inzira itunganye bazashobore kuruhukira mu ituze.

### Uhoraho araburira abayobotse ibigirwamana

3Naho mwebwe, nimwigire hino, bana b'umupfumukazi, bibyarirane by'uburaya n'ubwomanzi.

4Uwo muriho museka ni nde? Uwo mwasamiye mukaba mumunegura, ni nde? Aho ntimuri abana b'ibyigomeke, n'inyoko y'abatekamutwe?

5Mwebwe mwishimishiriza mu nsi y'imishishi, no mu nsi ya buri giti cyose gitoshye, mugatambira abana mu mikokwe, no mu masenga yo mu bitare.

6Amabuye asennye yo mu mikokwe wiziritseho, ni yo mugabane wawe, ni yo uzegukana; kuko ari yo utura ibitambo, ukayazanira amaturo. Urabona se ibyo byatuma mererwa neza?

7Mu mpinga y'umusozi muremure cyane, ni ho wibera n'abagore b'indaya, ni na ho uzamuka ujya gutura ibitambo.

8Inyuma y'urugi n'inkomanizo, wahashyize impigi zawe. Ni koko, wagiye kure yanjye, wiyambika ubusa, udendura uburiri bwawe, uraryama, wihitiramo abo bantu, mwagiranye agakungu.

9Wirukankanye amavuta uyashyira Meleki , umumarira imibavu yawe, wohereza intumwa zawe kugera kure, wisuzuguza utyo ukorera Sekuzimu.

10Muri urwo rugendo rwose, warinanije, habe no kwibwira uti «Ibi nta cyo bimaze.» Ahubwo byaguteye kugira ishyaka, kuva ubwo ntiwongeye gucika intege.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11 Mbese ni nde waguteye ubwoba, maze bigatuma umpemukaho? Wowe ntukirushya unyibuka, ntunanzirikana mu mutima wawe. Kuva kera nariyumanganyije sinakwakura, nuko bikuviramo kuntinyuka.

12 Ariko jyewe nzagaya «ubuyoboke» bwawe n'ibikorwa byawe bitagira icyo bikumarira.

13 Nutakamba, ibyo bigirwamana byawe bizagutabare! Nyamara, umuyaga uzabitwara byose, serwakira ibyamukane. Ariko uzampungiraho wese azahabwa igihugu ho umunani, umusozi wanjye mutagatifu uzabe umugabane we.

### Uhoraho akiza umuryango we

14 Bazavuga bati «Nimutunganye umuhanda, mwagure inzira, mukureho icyitwa inkomyi cyose, mu nzira y'umuryango wanjye.

15 Kuko avuze atya, Usumba byose, agahoraho iteka, n'izina rye rikaba ritagatifu: Jyewe ndi Nyir'ubutagatifu ngasumba byose, nkaba no hafi y'uwicuza n'uwiyoroshya, kugira ngo nsubize ubuzima abasuzuguwe, mpembure imitima yashengutse.

16 Nta bwo nshaka guhora njya impaka, cyangwa se guhora ndakaye, kuko ibiremwa naremye, byarimbukira imbere yanjye.

17 Narakariye Israheli kubera ubusambo n'ubujura bwayo, nyihanisha kuyitarura gato, kuko nari ndakaye: nuko irivumbura, iragenda inyura inzira yishakiye,

18 kandi izo nzira zayo narazibonye! Nyamara ariko, nzayikiza, nyiyobore, nyihumurize kimwe n'abayo bababaye,

19 nshyire ibinezaneza mu minwa yabo. Amahoro azaba yose ku uwahabye, kimwe no ku uri bugufi; ni byo rwose, nzayikiza! Uwo ni Uhoraho ubivuze.

20 Ariko rero, abagome ni nk'inyanja yisimbiza ntishobore gutuza, amazi yayo akazamura ibyondo n'isayo.

21 Abagome ntibazagira amahoro! Uwo ni Uhoraho ubivuze.

## Izayi 58

### Igisibo gishimisha Uhoraho

1 Shyira ejuru, uhamagare ubutizigama, urangurure ijwi nk'iry'akarumbeti, umenyeshe umuryango wanjye ibicumuro byawo, n'inzu ya Yakobo, amakosa yayo.

2 Ni jye bashakashaka uko bukeye, bifuza kumenya inzira zanjye. Bameze nk'abantu bakurikiza ubutabera, ntibirengagize ubutungane bw'Imana yabo. Baransaba kubacira imanza zitabera, bishimira kubana n'Imana.

3 Baravuga bati «Bitumariye iki gusiba, niba utabibona, cyangwa se kwicisha bugufi, niba utabimenya?» Ariko ku munsi wo gusiba, ntibibabuza kwigira mu byanyu, no

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kugirira nabi abakozi banyu.

4Koko rero, ugusiba kwanyu kubyutsa impaka n'amahane, kandi mukiririrwa mutimburana by'ubugome. Ntimusiba uko bikwiye, byatuma ijwi ryanyu ryumvikana mu ijuru!

5Icyo se cyaba ari cyo gisibo nshima, ku munsi umuntu yicishije bugufi? Byaba se ari ukugonda ijosi nk'urufunzo, cyangwa se kurambarara ku bigunira no mu ivu? Ibyo se ni byo wita igisibo, umunsi ushimisha Uhoraho?

6Igisibo kinshimisha ni iki ngiki: kudohora ingoyi z'akarengane, guhambura iminyururu y'uburetwa, kurekura abashikamirwaga, mbese muri make, gukuraho ibyashikamiraga muntu byose.

7Ikindi kandi ni ugusangira umugati wawe n'umushonji, ugacumbikira abakene batagira aho bikinga, wabona uwambaye ubusa, ukamwambika, ntiwirengagize umuvandimwe wawe!

8Bityo urumuri rwawe ruzarase nk'umuseke weya, n'igikomere cyawe kizasubirane bwangu. Ubutabera buzakugenda imbere, n'ikuzo ry'Uhoraho rigumane nawe.

9Bityo, uzatakambe maze Uhoraho agusubize, nuhamagara, avuge ati «Ndi hano.» Niba iwawe uhaciye akarengane n'amagambo mabi,

10ugaharira umushonji igaburo ryawe bwite, kandi ugahembura uwazahaye, urumuri rwawe ruzarasira mu mwijima, ijoro ry'urwijiji rihinduke amanywa y'ihangu.

11Uhoraho azakuyobora ubudahwema, azaguhaze mu gihe cy'amapfa, amagufa yawe ayakomeze. Uzamera nk'ubusitani buvomererwa, cyangwa se nk'isoko idudubiza kandi ikagira amazi adakama.

12Uzubaka bundi bushya amatongo ya kera, usubukure imishinga yari iriho mbere, bazakwite «Umuzibabyuho, usibura amayira ngo abe nyabagendwa.»

### Uburyo bwo guhimbaza isabato

13Niwirinda kwica isabato, no guharanira inyungu zawe ku munsi wanjye mutagatifu, ukita isabato «Umunsi w'umunezero», umunsi mutagatifu w'Uhoraho ukakubera «Umunsi w'icyubahiro», ukawubaha wirinda kugira umurimo ukora, wirinda guharanira inyungu zawe, cyangwa guhihibikana mu bucuruzi bw'urudaca,

14ni ho uzagira umunezero muri Uhoraho, maze nzakujyane mu igare, hejuru y'imisozi y'isi, ngutungishe umunani wa Yakobo, umukurambere wawe. Ni byo rwose, uwo ni Uhoraho ubivuze.

## Izayi 59

### Ibyaha bibatandukanya n'Uhoraho

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1Muribeshya! Akaboko k'Uhoraho si kagufi cyane ku buryo atabasha gukiza, n'ugutwi kwe ntikwazibye, ku buryo kutumva.

2Ahubwo ni ibyaha byanyu byabatandukanyije n'Imana, ni ibicumuro byanyu byatumye abahisha uruhanga rwe, abihisha kure cyane, bituma atabumva.

3Kuko ibiganza byanyu byandujwe n'amaraso, intoki zanyu zikuzura ubugome; iminwa yanyu igahwihwisa ibinyoma, ururimi rwanyu rukavuga ibitagira shinge.

4Nta n'umwe uregana ibiri byo, cyangwa ngo ahamye ukuri; bishingikiriza ubusa, bakavuga amahomvu, basama ubugiranabi, bakabyara amakuba.

5Baraturaga amagi y'inshira, bakabohekanya indodo z'igitagangurirwa; uriye ku magi yabo arapfa, igi rimenetse, rigahubukamo impiri.

6Ubudodo bwabo ntibuvamo umwambaro, ntibashobora kwambara ibyo baboshye, kuko bihanda umubiri, ibikorwa byabo bikabyara amatiku.

7Ibirenge byabo byiruka bigana ku kibi, bigasiganwa bijya kumena amaraso y'indacumura; ibitekerezo byabo ni ibitekerezo by'ubugome, aho banyuze hose, bahahiba amatiku n'iterabwoba.

8Nta bwo bazi inzira y'amahoro, aho banyura hose, ntibakurikira ubutabera; bihangira utuyira tutaboneye, uhanyuze wese ntagire amahoro.

### Umuryango w'Uhoraho wicuza ibyaha byawo

9Koko agakiza k'Imana karacyaturi kure, n'ubutungane ntibutugeraho. Twari twizeye urumuri, none dore ni umwijima, twizera umwezi, none turagenda mu icuraburindi.

10Turashakisha ku rukuta nk'impumyi, boshye abantu batagira amaso. Turasitara ku manywa nko mu kabwibwi, turi bazima, ariko tukamera nk'intumbi.

11Twese turahuma nk'ibirura, tukaguguza nk'inuma. Twari dutegereje agakiza none karabuze, dutegereje umukiro, none uri kure yacu.

12Koko ibicumuro byacu ni byinshi imbere yawe, ibyaha byacu biradushinja. Ni koko, ubugome bwacu turabuhorana, ubugiranabi bwacu turabuzi neza:

13kwivumbagatanya, kuryarya Uhoraho, kwihakana Imana yacu, guhimba inama z'ubujura n'ubwambuzi, gutekereza no kuvuga ibinyoma, tubikuye ku mutima.

14Bityo, agakiza tukagasubiza inyuma, ubuntu bukihagararira kure, kuko ukuri kwaguye ku karubanda, ubutabera ntibuhabone umwanya,

15ukuri kwarazimye, uwirinze kugira nabi akabizira.

### Uhoraho agiye gukiza Siyoni

Uhoraho yarabibonye, asanga ari bibi, ababazwa n'uko nta butungane bukibaho.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16 Yabonye nta muntu n'umwe bishishikaje, atangazwa n'uko nta n'umwe ubihagurukira, nuko yiyemeza kubyikorera ubwe, abitewe n'ubudahemuka bwe.

17 Yakindikije ubutabera nk'umukandara w'icyuma, ashyira mu mutwe ingofero y'umukiro: ikanzu yambaye iba umwambaro wo guhora, yisesuraho ishyari nk'umwitero we.

18 Uko bamukoreye ni ko azabitura, abamurwanya abarakarire, n'abanzi be abacyahe.

19 Nuko kuva mu burengerazuba bazatinye izina ry'Uhoraho, no kuva mu burasirazuba batinye ikuzo rye, kuko azaza nk'uruzi ruhurura, rwihutishwa n'umwuka w'Uhoraho.

20 Azaza ari Umucunguzi wa Siyoni, n'uw'abo muri Yakobo bahindutse bakanga ibyaha byabo. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

21 Naho jye, uwo ari Uhoraho ubivuze, dore isezerano nzagirana na bo: umwuka wanjye ugutwikiriye, n'amagambo nashyize mu munwa wawe ntateze kuzava ku munwa wawe, habe no ku munwa w'abana bawe, cyangwa se ku uw'urubyaro rw'abana bawe, uhereye ubu n'iteka ryose. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

## Izayi 60

### Ikuzo ry'Uhoraho kuri Yeruzalemu

1 Haguruka, ubengerane Yeruzalemu! Kuko urumuri rwawe ari nguru, kandi ikuzo ry'Uhoraho rikaba rikurasiyeho.

2 Nyamara dore umwijima utwikiriye isi, n'icuraburindi ribundikiye amahanga; ariko wowe, Uhoraho azakurasiraho, n'ikuzo rye rikubengeraneho.

3 Amahanga azagana urumuri rwawe, abami basange umucyo ukurasiyeho.

### Yeruzalemu izakoranirwaho n'amahanga yose y'isi

4 Kebuka impande zose, maze witegereze: dore bose barakoranye, baje bakugana, abahungu bawe baturutse iyo bigwa, n'abakobwa bawe baje bahagatiwe.

5 Nuko uzabirebe maze unezerwe, umutima wawe wisimbize, utaratswe n'ibyishimo, kuko ari wowe bazazanira ubukire bwo hakurya y'inyanja, n'umutungo w'amahanga ukazataha iwawe.

6 Amashyo y'ingamiya azakuzuranaho, ingamiya zikiri nto z'i Madiyani n'i Eyifa; abantu bose b'i Saba bazaza, bikoreye zahabu n'ububani, kandi baze baririmba ibisingizo by'Uhoraho.

7 Amatungo magufi yose y'i Kedari azakoranyirizwa iwawe, za rugeyo z'i Nebayoti uzazitureho ibitambo; zizajye ku rutambiro rwanjye, zishimwe. Ni koko, nzatuma Ingoro ibengerana ikuzo ryanjye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8Abo ni bande baguruka nk'igihu, cyangwa nk'inuma zigana ibyari byazo?

9Ni koko, ibirwa byose ni jye biza bigana, amato y'i Tarishishi yafashe iya mbere, kugira ngo bazane abahungu bawe bari iyo bigwa, kumwe na feza na zahabu byabo, baje gusingiza izina ry'Uhoraho, Imana yawe, Nyir'ubutagatifu wa Israheli, kuko yagukujije.

10Abanyamahanga bazubaka bundi bushya inkike zawe, abami bazakuyoboke, kuko mu burakari bwanjye naguhannye, ariko mu bugwaneza bwanjye nkakugirira impuhwe.

11Amarembo yawe azahora yuguruye, haba ku manywa cyangwa nijoro ntazugarirwa na rimwe, kugira ngo binjire iwawe, abakuzaniye ubukungu bw'amahanga, n'abami babo, umwe inyuma y'undi.

12Igihugu n'ingoma bitazakuyoboka, bizarimbuka, amahanga azasenywe burundu.

13Ikuzo ryo muri Libani rizaza iwawe, umuzonobari n'ibindi biti byiza bizire icyarimwe, kugira ngo bibe umurimbo w'ahubatswe Ingoro yanjye, bityo mpeshe ikuzo aho nshyize umusego w'ibirenge byanjye.

14Abahungu b'abagucishaga bugufi bazakugana bakububira; abagusuzuguraga bose bazagupfukamire. Bazakwita «Umugi w'Uhoraho», «Siyoni ya Nyir'ubutagatifu wa Israheli.»

15Ubwo wari waratereranywe, wanzwe kandi nta muntu n'umwe ukugeraho, nzakugira ishema rizahoraho, n'ibyishimo by'ibihe bizaza, uko bizasimburana.

16Uzonka amashereka y'amahanga, wijute ubukire bw'abami, bityo umenyereho ko Umukiza wawe ari jye, Uhoraho, nkaba Indatsimburwa ya Yakobo igucungura.

17Mu kigwi cy'umuringa, nzakuzanira zahabu, mu kigwi cy'icyuma, nguhe feza; mu kigwi cy'ibiti, nzakuzanira umuringa, mu kigwi cy'amabuye, nguhe icyuma. Nzimika Amahoro akubere umwami, nguhe Ubutabera mu kigwi cy'abagutegekesha igitugu.

### Yeruzalemu imurikiwe n'Uhoraho

18Nta we uzongera kumva havugwa iterabwoba mu gihugu cyawe, ubwangizi n'amatongo ntibizarangwa mu mipaka yawe; ahubwo inkike zawe uzazita «Agakiza», amarembo yawe yitwe «Ibisingizo».

19Ntuzongera kumurikirwa n'izuba ku manywa, ukwezi ntikuzakumurikira ukundi nijoro: Uhoraho ni we uzakubera urumuri ruhoraho, Imana yawe ikubere ikuzo.

20Izuba ryawe ntirizarenga ukundi, n'ukwezi kwawe ntikuzijima, kuko Uhoraho azakubera urumuri ruhoraho, iminsi y'amaganya yawe ikibagirana.

21Mu muryango wawe bose bazaba intungane, bazatunge igihugu iteka ryose. Abo naremye bazaba nk'umucwira w'ibihingwa byanjye, wagenewe kumenyekanyisha

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ikuzo ryanjye.

22Umuryango muto uzabarwamo abantu igihumbi, uw'inkeho ube ihanga ry'imbaga itabarika. Ni jye Uhoraho uzabyitaho, igihe cyabyo nikigera.

## Izayi 61

### Uwasizwe n'Uhoraho n'Inkuru nziza y'Umukiro

1Umwuka w'Uhoraho urantwikiriye , kuko Uhoraho yantoye akansiga amavuta; yanyohereje gushyira abakene inkuru nziza, komora abafite umutima wamenaguritse, gutangariza imbohe ko zibohowe, n'abapfukiranwaga ko bafunguwe,

2kwamamaza umwaka w'impuhwe z'Uhoraho, umunsi w'ukwihorera kw'Imana yacu, guhumuriza abari mu cyunamo bose,

3kwambika ikamba abashavuye b'i Siyoni. Bazambikwa ikamba mu kigwi cy'ivu, umwambaro w'umurimbo mu cyimbo cy'ibigunira, basigwe amavuta y'ibyishimo mu mwanya w'umubabaro. Bityo bazabite «Imishishi y'ubutabera, ibihingwa by'Uhoraho, bigenewe kumenyekanyisha ikuzo rye.»

4Bazubaka bundi bushya amatongo ya kera, begure ibyangiritse ku byanyazwe abakurambere, basane imigi yasenyutse, n'amatongo yariho kuva mbere hose.

5Abantu baturutse impande zose bazaragira amatungo yanyu, abanyamahanga bababere abahinzi n'abakozi bo mu mizabibu.

6Naho mwebwe, muzitwa «abaherezabitambo b'Uhoraho», bazabite «abagaragu b'Imana yacu». Muzatungwa n'umusaruro w'amahanga, mushimishwe no kwigarurira ikuzo ryabo.

7Mwebwe, mwakozwe n'isoni inkubwe ebyiri, mu kigwi cy'ikimwaro, ibyishimo bizababera umugabane; muzabona umunani wikubye kabiri mu gihugu cyanyu, kandi musubirane ibyishimo mwahoranye.

8Kuko jye, Uhoraho, nkunda ubutabera, nkanga ubujura buvanze n'ububisha. Nzabaha igihembo cyanyu nta buryarya, nzagirane namwe Isezerano rizahoraho iteka.

9Ababakomokaho bazamenyekana mu mahanga, urubyaro rwanyu rwamamare mu miryango; abazarubona bose bazamenyereho ko ari urubyaro Uhoraho yahaye umugisha.

### Yeruzalemu ishimira Uhoraho

10Ndasabagizwa n'ibyishimo muri Uhoraho, umutima wanjye uhimbajwe n'Imana yanjye, kuko yanyambitse umwambaro w'umukiro, akansesuraho umwitero w'ubutungane. Nishimye nk'umukwe utamirije ikamba rye, cyangwa umugeni

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

witatse imirimbo ye.

11Uko ubutaka bumeza imbuto zabwo, n'ubusitani bugakuza icyo bwabibwemo, ni na ko Uhoraho azameza ubutungane n'ibisingizo, imbere y'amahanga yose.

## Izayi 62

### Yeruzalemu yongera kubona Uhoraho umugabo wayo

1Sinzigera ntererana Siyoni, sinzareka guhihibikanira Yeruzalemu, kugeza ubwo ubutungane bwayo butangaje nk'icyezezi, n'umukiro wayo ukakirana nk'urumuri.

2Bityo, amahanga azabone ubutungane bwawe, abami bose babone ikuzo ryawe. Nuko bazakwite izina rishya, rizatangazwa n'Uhoraho.

3Uzamera nk'ikamba ribengerana mu kiganza cy'Uhoraho, nk'igisingo mu ntoki z'Imana yawe.

4Ntibazongera kukwita «Nyirantabwa», n'igihugu cyawe ngo cyitwe «Itongo», ahubwo uzitwa «Inkundwakazi», n'igihugu cyawe cyitwe «Umugeni», kuko Uhoraho azaba agukunze, igihugu cyawe akibengutse.

5Uko umusore ashaka umugeni w'isugi, ni ko Uwaguhanze azakubenguka; kandi nk'uko umukwe yishimira umugeni we, Imana yawe ni ko izakwishimira.

6Ku nkike zawe, Yeruzalemu, nahashyize abarinzi; amanywa n'ijoro ntibazigera baceceka na rimwe. «Mwebwe, abibutsa Uhoraho ibya Yeruzalemu, ntimukaruhuke!

7Ntimukamuhwemere kugeza ubwo azaba yasubiranyije Yeruzalemu, akayigira 'Ikuzo ry'isi'.»

8Uhoraho yarahije indyo ye, ukuboko kwe k'ububasha, ati «Sinzongera gutanga ingano zawe nzigaburira abanzi bawe, abanyamahanga ntibazongera kukunywera divayi waruhiye.

9Ariko rero, abasaruzi b'ingano bazaziryaho, maze basingize Uhoraho; ababengera divayi na bo bazayinywaho, bari mu bikari by'Ingoro yanjye.»

10Nimusohoke! Nimusohoke munyure mu marembo, nimwagure inzira y'umuryango wanjye. Nimuringanize, mutegamishe umuhanda, muvanemo amabuye, muzamure ibendera imbere y'amahanga.

11Dore ibyo Uhoraho atangaza kugera ku mpera z'isi: Nimubwire umukobwa wa Siyoni, muti «Dore Umukiza wawe araje, azanye iminyago, abo yatabaye bamubanje imbere.

12Bazabita 'Umuryango mutagatifu', 'Abacunguwe n'Uhoraho'. Naho wowe bazakwite 'Agahebuzo', 'Umugi utaratereranywe'.»

## Izayi 63

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Uhoraho azahana Edomu bikabije

1Uwo se yaba ari nde, uturutse Edomu, uhagurutse i Bosira yambaye iby'imihemba? Ntagira uko asa mu myambaro ye myiza, aragenda yemye n'imbaraga ze nyinshi. — Ni jyewe uvugana ubutabera, nkibasira amahanga ngo nkize umuryango wanjye.

2— Uwo mutuku ku myambaro yawe ni uw'iki, ni kuki wambaye nk'abenga imizabibu?

3— Umuvure nawiyengesheje jyenyine, nta n'umwe twari kumwe wo mu muryango wanjye. Nuko mu burakari bwanjye, ndabahonyora, mu mujinya wanjye, ndabaribata, umutobe wabo utarukira ku myambaro yanjye, ibyo nambaye byose birahindana.

4Kuko mu mutima wanjye wari umunsi wo kwihorera, none umwaka w'ubucungurwe na wo ukaba utashye.

5Nararebye hirya no hino: mbura untabara, nguma aho numiwe: sinabona unkomeza! Nuko ukuboko kwanjye kurangoboka, n'uburakari bwanjye burankomeza.

6Mu burakari bwanjye najanjaguye amahanga, mu mujinya wanjye ndabasindisha, amaraso yabo nyasesa hasi.

### Uhoraho: Umukiza n'Umubyeyi w'umuryango we

7Nzajya nibuka ibyiza by'Uhoraho n'ibisingizo bimurata, kubera ibyiza byose yadukoreye. Nzogeza ubuntu Uhoraho yagiriye inzu ya Israheli, n'ibyo yabakoreye byose, kubera impuhwe ze.

8Yaravuze ati «Koko ni umuryango wanjye, abana batazantenguha!» maze yemera kubabera Umukiza,

9mu mibabaro yabo yose. Nta bwo ari umuhagarariye cyangwa intumwa ye, ni we ubwe bwite wabakijije; mu rukundo rwe no mu mpuhwe ze, ni we ubwe wabacunguye. Yarabahagurukije, arabaterura muri iyo iminsi yose ya kera.

10Ariko bo barijujuse, bababaza umwuka we mutagatifu, ni bwo rero abateye umugongo, maze we ubwe abarwanya nk'umwanzi.

11Nuko bibuka ibyabaye kera mu gihe cya Musa: «Ari hehe uwarohoye mu mazi umushumba w'umuryango we? Yahereye he, uwabashyiragamo umwuka we mutagatifu?

12Ari he Nyir'ukuboko kurabagirana, wagendaga iburyo bwa Musa, uwatandukanyije amazi imbere yabo, kugira ngo yiheshe ikuzo?

13Ari he uwabanyujije rwagati mu nyanja, boshye ifarasi yiruka mu butayu?

14Bari bameze nk'amatungo akinagira mu kibaya, Umwuka w'Uhoraho ubageza aho


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

baruhukira.» Nguko uko wayoboye umuryango wawe, kugira ngo wiheshe izina ry'icyubahiro.

15Itegereze maze urebe, uhereye mu ijuru, no ku Ngoro yawe ntagatifu kandi ibengerana ikuzo. Umwete wawe, n'ubutwari bwawe, kimwe na za mpuhwe zawe byahereye he? Waba se warisubiyeho, ukareka kunkunda?

16Nyamara ariko, ni wowe Data! Kuko Abrahamu atatumenye, Israheli na we akaba atatuzi; Uhoraho, ni wowe Data n'Umucunguzi wacu. Ng'iryo izina ryawe, kuva kera kose.

### Isengesho: Iyaba wari ukinguye ijuru!

17Uhoraho, kuki ureka duteshuka inzira zawe, tukanangira imitima yacu, kugeza n'aho tutakikubaha? Tugarukire, turi abagaragu bawe, turi n'imiryango y'umunani wawe.

18Umuryango wawe mutagatifu ntiwaregamye mu murage wawo, ntibyatinze abanzi bacu banyukanyutse Ingoro yawe.

19Dore igihe kibaye kirekire utakidutegeka, nk'aho tutacyitirirwa izina ryawe. None iyaba wari ukinguye ijuru, ngo umanuke, imisozi yose yarindimukira imbere yawe.

## Izayi 64

1Waza nk'umuriro utwika, amazi akatura, ukamenyesha izina ryawe mu bagutambamira; amahanga yose yahinda umushyitsi imbere yawe,

2kubera ibintu biteye ubwoba waba ukoze tutabyiteguye.

3Nta na rimwe bigeze babyumva, nta na rimwe bigeze babibwirwa, nta n'ijisho ryigeze ribona indi mana ikora ityo, ngo irengere uwayizeye, uretse wowe.

4Usanganira abishimira gukurikira ubutabera, bakwibuka, bagakurikira inzira zawe: None waraturakariye, kuko twagucumuyeho, ariko kandi tuzakizwa n'uko tugarutse mu nzira zawe.

5Twese twari nk'abahumanye, n'ibikorwa byacu by'ubutabera bimeze nk'umwenda urimo imyanda; twese twararabiranaga nk'amababi yahungutse, ibicumuro byacu bikatugurukana nk'umuyaga.

6Nta n'umwe wari ukiyambaza izina ryawe, ngo yisubireho maze akwizirikeho, kuko wari wadukuyeho amaso, ukatugabiza ibicumuro byacu.

7Nyamara kandi Uhoraho, ni wowe Mubyeyi, turi ibumba ribumbwa na we, twese turi igikorwa cy'ibiganza byawe.

8Uhoraho, wirakara birenze urugero, ntukomeze kwibuka ibibi twakoze, ahubwo utwitegereze, twese turi umuryango wawe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Imigi yawe mitagatifu yabaye amatongo, Siyoni na yo ihinduka ubutayu, Yeruzalemu iribagirana.

10Ingoro yacu ntagatifu kandi itagira uko isa, aho abasekuruza bacu baririmbiraga ibisingizo byawe, yahindutse umuyonga, n'ibyo twakundaga byose byarangiritse.

11Uhoraho, ushobora se kwihanganira ibyo byose? Wakomeza se kwicecekera, ukadukoza isoni bene ako kageni?

## Izayi 65

### Umuryango wararutse n'abagaragu b'Imana

1Abatangishaga inama, nararetse baransanga, abatanshakaga, ndabareka barambona, ndavuga nti «Ndi hano, ndi hano», mbwira ihanga ritiyambazaga izina ryanjye.

2Buri munsi nahoraga ndamburiye ibiganza byanjye ku muryango wararutse, ku bantu badakurikira inzira iboneye, bakihambira ku bitekerezo byabo bwite.

3Ni umuryango uhora unsuzugura ku mugaragaro, baturira ibitambo mu busitani bwabo, bagatwikira ububani ku ntambiro z'amatafari;

4bibera mu marimbi, bakarara amajoro mu buvumo, barya inyama z'ingurube, bagashyira ku mbehe zabo ibyahumanye!

5Nuko bakavuga bati «Igirayo, ntunyegere, kuko wakurizaho gupfa!» Abo ni bo banyuka umwotsi mu mazuru, n'umuriro wabo ugurumana, ukiriza umunsi.

6Baritonde, kuko ibyo byose byanditse imbere yanjye, nkaba ndateze guceceka, kugeza ubwo nzaba nabituye, kandi nzabitura ibicumuro byabo, kimwe n'iby'abasekuruza babo,

7ku buryo bibagera ku mutima — Uwo ni Uhoraho ubivuze. Abatwikiraga imibavu mu mpinga z'imisozi, bakantuka bahagaze ku tununga, nzabitura nkurikije iyo myifatire yabo, ku buryo bibagera ku mutima.

8Uhoraho uvuze atya: Nk'uko bigenda, iyo basanze iseri rihishije ry'umuzabibu, baravuga bati «Ntimuryononе, kuko ririmo umugisha», nanjye ni ko nzagenzereza abagaragu banjye, kugira ngo ntabatsembera icyarimwe.

9Nzaha inzu ya Yakobo urubyaro, muri Yuda havuke ingenerwamurage y'imisozi yanjye, intore zanjye zizayitunge, abagaragu banjye bayitureho.

10Sharoni izaba urwuri rw'amatungo magufi, ikibaya cya Akori kibe ibuga ry'amatungo maremare, kubera ko umuryango wanjye uzaza unshakashaka.

11Ariko mwebwe, abimuye Uhoraho, mukibagirwa umusozi wanjye mutagatifu, mugategurira Gadi ameza, mugasukira Meni inkongoro yuzuye divayi y'imvange,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12nzabagenera kwicishwa inkota: mwese muzapfukame, kugira ngo mwicwe. Kuko nabahamagaye, ntimunyitabe; nabavugisha, ntimunyumve. Mwakoreye ikibi mu maso yanjye, kandi muhitamo ibitanshimisha.

13Ni yo mpamvu Uhoraho Imana avuze atya: abagaragu banjye bazarya, naho mwebwe mwicwe n'inzara; abagaragu banjye bazanywa, naho mwebwe mwicwe n'inyota; abagaragu banjye bazanezerwa, naho mwebwe mukorwe n'ikimwaro;

14abagaragu banjye bazavuza impundu umutima wabo, wuzure ibinezaneza; naho mwebwe muvuze induru, umutima usobetse amaganya, munaboroge mufite umutima ushavuye!

15Intore zanjye zizibuka izina ryanyu zirivume, zigira ziti «Urakicwa n'Imana ihoraho!» Ariko abagaragu banjye bazahabwa irindi zina,

16maze uzashaka kwiha umugisha ku isi, azawiheshe «Imana y'ukuri», n'uwo ku isi uzashaka kugira indahiro, azarahirishe «Imana y'ukuri», kuko imibabaro ya kera izaba yaribagiranye, ikazaba itakibarwa mu maso yanjye.

### Ijuru rishya n'isi nshya

17Dore ngiye kurema ijuru rishya n'isi nshya; bityo, ibya kera byoye kuzibukwa ukundi, kugeza ubwo bitagitekerezwa.

18Ahubwo ibyo ngiye kurema ni ibyishimo n'umunezero bizahoraho, kuko umunezero nzarema ari Yeruzalemu, ibyishimo bikaba abaturage bayo.

19Koko nzanezerwa kubera Yeruzalemu, nsagwe n'ibyishimo kubera umuryango wanjye. Ntihazongera kumvikana amarira n'imiborogo.

20Ntihazongera gupfa uruhinja rw'iminsi mike, cyangwa se umusaza utagejeje ku gihe cye; kuko uzapfa ari muto, azaba amaze nibura imyaka ijana, utazagera ku myaka ijana azaba yaravumwe.

21Bazubaka amazu bayaturemo, bahinge imizabibu barye imbuto zayo;

22ntibazongera kubaka ngo itahwe n'undi, ngo nibahinga, biribwe n'utabihinze, kuko umuryango wanjye uzaramba nk'igiti, intore zanjye zizanezwa n'ibyavuye mu maboko yazo.

23Ntibazongera kuvunikira ubusa, ntibazabyarira gupfusha, kuko bazaba urubyaro Uhoraho yahaye umugisha, ari bo, ari n'abazabakomokaho.

24Ndetse, na mbere y'uko bampamagara, nzabasubiza; ni baba bakivuga, mbe nabumvise hakiri kare.

25Ikirura n'umwana w'intama bizarisha hamwe, intare izarishe ubwatsi nk'ikimasa, naho inzoka itungwe n'umukungugu. Nta we uzaba akigira nabi cyangwa ngo akore amahano ku musozi wanjye mutagatifu. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Izayi 66

## Abayoboke b'ukuri n'abatari bo

1Uhoraho avuze atya: Ijuru ni intebe yanjye y'ubwami, isi ikaba akabaho nkandagizaho ibirenge byanjye. Mwanyubakira rero inzu nyabaki ? Aho naruhukira, ni hehe?

2Ikindi kandi, ibi byose byakozwe n'ikiganza cyanjye, ibyaremwe byose ni ibyanjye, uwo ni Uhoraho ubivuze. Ariko uwo nitaho cyane ni umukene, ufite umutima ushavuye kandi akubaha ijambo ryanjye.

3Kugira ngo bature igitambo, bica ikimasa, ariko kandi bakica n'umuntu ! Basogota umwana w'intama, bagahotora n'imbwa! Bahereza ituro, rikaba ari amaraso... y'ingurube! Bagira urwibutso rw'ububani, nyamara bakosa... ikigirwamana ! Koko rero, abo bantu bihimbiye inzira zabo bwite, bishimira kuguma mu mahano yabo.

4Nanjye nzashimishwa n'ingaruka mbi z'ibikorwa byabo, nzabateze ibibatera ubwoba, kuko nahamagaye, ntihagire unyumva. Bakoreye ikibi mu maso yanjye, bahitamo ibitanshimisha.

## Uhoraho aje kubahumuriza no guca imanza

5Nimutege amatwi ijambo ry'Uhoraho, mwebwe mwese, abahindishwa umushyitsi n'ijambo rye ! Abavandimwe banyu babanga, babaciye kubera izina ryanjye, baravuga bati «Ngaho Uhoraho niyerekane ikuzo rye, maze tubone ibyishimo byanyu.» Nyamara ni bo bazakorwa n'ikimwaro.

6Nimwumve ahubwo urusaku ruvuye mu mugi, n'urwamo ruturutse mu Ngoro ! Ni ijwi ry'Uhoraho witura abanzi be, abaha igihembo kibakwiye.

7Mbere y'iramukwa, Yeruzalemu yarabyaye, mbere y'uko igira ibise, ibyara umuhungu.

8Ni nde wigeze kumva ibintu nk'ibyo ? Ni nde wigeze kubona ibintu bisa bityo ? Igihugu se cyabyarwa umunsi umwe gusa, cyangwa ihanga rikagira ritya rikavuka ? Nyamara ni ko byagendekeye Siyoni, yabaye ikiramukwa, ihita ibyara abahungu.

9Ese ye, yaba ari jye utuma umubyeyi ajya ku nda, ngahindukira nkamubuza kubyara ? Uwo ni Uhoraho ubivuze. Niba kandi ari jyewe utanga ibyara, nahindukira nkabangamira ikivutse ? Uwo ni Uhoraho ubivuze.

10Nimwishimane na Yeruzalemu; mwebwe mwese abayikunda, nimuhimbarwe. Nimusabe ibyishimo hamwe na yo, namwe mwese abayiririraga.

11Muzonke amashereka, kandi muhazwe n'ibere ryayo ribahumuriza, nimukomeze mwonke, kandi muryoherwe n'ibere ryayo ryarese.

12Uhoraho avuze atya: Dore ngiye kuyiyoboraho amahoro atemba nk'uruzi, n'ikuzo ry'amahanga ribasendereho nk'umugezi. Muzamera nk'abana bari ku ibere

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bahagatirwa, kandi bagasimbagirizwa ku bibero.

13 Uko umubyeyi ahumuriza umwana we, nanjye ni ko nzabahumuriza, maze muri Yeruzalemu muzahumurizwe.

14 Muzabibona, umutima wanyu uzasabagizwe n'ibyishimo, ingingo zanyu zizatohagire nk'ibyatsi. Ikiganza cy'Uhoraho kiziyereka abagaragu be, ariko abanzi be, azabarakarira.

15 Dore Uhoraho aje mu muriro rwagati ; amagare ye ni nk'inkubi y'umuyaga, kugira ngo uburakari bwe abumarire mu mujinya, n'imiburo ye isimburwe n'indimi z'umuriro.

16 Uhoraho azitwaza umuriro n'inkota, kugira ngo acire abantu imanza: abenshi muri bo bakazicwa n'Uhoraho.

17 Abo ni abiyita «abaziranenge», bakihumanura kugira ngo binjizwe mu busitani buri ahirengeye, bakurikiye umukuru wabo ubayobora; ni na bo kandi barya inyama z'ingurube, bakarya inyamaswa zizira hamwe n'imbeba. Abo bose bazarimbukira icyarimwe, hamwe n'ibikorwa n'ibitekerezo byabo ! Uwo ni Uhoraho ubivuze.

### Amahanga yose azakoranyirizwa i Yeruzalemu

18 Naho jyewe, nzanywe no gukoranyiriza hamwe amahanga y'indimi zose, kugira ngo azarebe ikuzo ryanjye.

19 Koko, nzashyira ikimenyetso rwagati muri yo, maze nzohereze mu mahanga abarokotse muri bo: i Tarishishi, i Puti n'i Ludi (mu bahanga b'umuheto), i Tubali, i Yabani no mu birwa bya kure bitigeze byumva bamvuga, bitanigeze bibona ikuzo ryanjye, bazamamaze ikuzo ryanjye mu mahanga.

20 Nuko bazagarure abavandimwe banyu bo mu mahanga yose, bahetswe ku mafarasi no mu magare; mu ngobyi, ku nyumbu no ku ntebe nziza, babageze ku musozi wanjye mutagatifu, i Yeruzalemu, uwo ni Uhoraho ubivuze. Bazabampaho ituro, nk'uko Abayisraheli bazana ku nkoko zisukuye, ituro ryabo mu Ngoro y'Uhoraho.

21 Ndetse bamwe muri bo, nzabagira abaherezabitambo, uwo ni Uhoraho ubivuze.

22 Uko ijuru rishya n'isi nshya ndemye, bizakomera imbere yanjye, ni na ko urubyaro rwanyu n'izina ryanyu bizakomera, uwo ni Uhoraho ubivuze.

23 Hazaza igihe ikinyamubiri cyose kizapfukama imbere yanjye, uhereye ku mboneko y'ukwezi, kugeza ku mboneko y'ukundi, kuva kuri sabato kugeza ku yindi, uwo ni Uhoraho ubivuze.

24 Nuko nibasohoka, bazarebe intumbi z'abandwanyije, kuko urunyo ruzabamunga rutazapfa, n'umuriro uzabatwika ntuzazime. Bazatera ishozi icyitwa ikinyamubiri cyose.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Yeremiya 1

### Igitabo cy'Umuhanuzi Yeremiya

1Ngaya amagambo ya Yeremiya, mwene Hilikiyahu, wari umwe mu baherezabitambo babaga i Anatoti mu ntara ya Benyamini,

2ari na ho Uhoraho yamubwiriye ijambo rye ; ubwo hari mu mwaka wa cumi n'itatu w'ingoma ya Yoziya, mwene Amoni, umwami wa Yuda.

3Uhoraho yongeye kumubwira ijambo rye mu gihe cya Yoyakimu, mwene Yoziya, umwami wa Yuda, kugeza ku ndunduro y'ingoma ya Sedekiya, na we wari mwene Yoziya, umwami wa Yuda. Ubwo hari mu mwaka wa cumi n'umwe w'ingoma ye, mu kwezi kwa gatanu, igihe abaturage ba Yeruzalemu bajyanwaga bunyago.

## UBUHEMU BWA YUDA NA YERUZALEMU

### Imana ihamagarira Yeremiya kuyibera umuhanuzi

4Uhoraho yambwiye iri jambo, agira ati

5«Ntarakuremera mu nda ya nyoko, nari nkuzi ; nakwitoreye utaravuka, nkugira umuhanuzi w'amahanga.»

6Ubwo nanjye ndatakamba nti «Rwose Nyagasani Mana, sinashobora kuvuga, dore ndacyari muto !»

7Nuko Uhoraho arambwira ati «Wivuga ngo ndacyari muto, kuko aho nkohereza hose uzajyayo, kandi n'ibyo ngutuma byose, ukazabivuga.

8Ntugire umuntu utinya, humura turi kumwe, ndagutabara. Uwo ni Uhoraho ubivuze.»

9Uhoraho anyegereza ikiganza, ankora ku munwa, maze arambwira ati «Dore nshyize amagambo yanjye mu kanwa kawe.

10Umenye ko uyu munsi nguhaye ububasha ku mahanga no ku bihugu byose, kugira ngo urandure kandi uhirike, utsembe kandi usenye, kugira ngo wubake kandi utere imbuto.»

### Yeremiya abona ishami ry'umurinzi n'inkono ibira

11Uhoraho ambwira iri jambo agira ati «Yeremiya, urabona iki?» Ndasubiza nti «Icyo mbona ni ishami ry'umurinzi.»

12Uhoraho arambwira ati «Urebye neza! Nanjye rero ndi umurinzi, ngaharanira kuzuza ijambo ryanjye.»

13Uhoraho yongera kumbwira iri jambo agira ati «Urabona iki?» Ndasubiza nti «Icyo mbona, ni inkono ibira, umuriro wenyegejwe n'umuyaga uturuka mu majyaruguru.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14 Uhoraho arambwira ati «Koko mu majyaruguru ni ho haturuka ibyago bikayogoza abaturage bose bo mu gihugu.

15 Ngiye guhamagaza imiryango yose yo mu bihugu by'amajyaruguru — uwo ni Uhoraho ubivuze — bazaza, maze buri mwami ashinge intebe imbere y'amarembo ya Yeruzalemu, ahateganye n'inkike ziyikikije, n'imbere y'imigi yose ya Yuda.

16 Mbamenyesheje ibyemezo nabafatiye kubera ubugome bwabo: dore barantaye, batura ibitambo ibigirwamana, maze bapfukamira amashusho bakoresheje ibiganza byabo.

17 Naho wowe kenyera ukomeze, uhaguruke maze ubamenyeshe ibyo ngutegetse kubabwira. Ntuzareke bagutera ubwoba, kuko nubugira ari wowe, nzagutera guhinda umushyitsi imbere yabo.

18 Jyewe, uyu munsi nkugize nk'umurwa ukomeye, inkingi y'icyuma, cyangwa nk'inkike y'umuringa imbere y'igihugu cyose, imbere y'abami ba Yuda, abatware bayo, abaherezabitambo bayo n'abatuye igihugu bose.

19 Bazakurwanya ariko ntibazagushobora — uwo ni Uhoraho ubivuze — humura turi kumwe ndagutabara.»

## Yeremiya 2

### Kera Israheli yakundaga Uhoraho, none yaramutaye

1 Uhoraho ambwira iri jambo agira ati

2 «Genda! Urangurure mu matwi ya Yeruzalemu, uti 'Uhoraho avuze atya: Ndakwibutsa ubuyoboke bwo mu bukumi bwawe, n'urukundo wari umfitiye ukirambagizwa. Icyo gihe wankurikiraga mu butayu, mu butaka butagira ikibumeramo.

3 Israheli yari umwihariko w'Uhoraho n'umuganura umugenewe; uwawuryagaho wese yarawuryozwaga, maze agaterwa n'ibyago. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

### Ubuhemu bw'inkundwakazi

4 Nimwumve ijambo ry'Uhoraho, mwebwe abo mu nzu ya Yakobo, namwe abo mu miryango yose ya Israheli.

5 Uhoraho avuze atya: Ba so bangaye iki cyabateye kunyitaza? Birutse inyuma y'ibidafite akamaro, none na bo barinze guhinduka imburamumaro.

6 Nta bwo bibajijije bati «Uhoraho wadukuye mu gihugu cya Misiri ari he, we watuyoboye mu butayu, akatunyuza mu bihugu by'amayaga n'imanga, ahantu h'agasi n'umwijima w'icuraburindi, ahantu hatagendwa ntihanaturwe?»

7 Nabazanye mu gihugu cy'uburumbuke kugira ngo murye ku mbuto zacyo, kandi munyurwe n'ibyiza byacyo. Nyamara mwebwe mukigezemo, muragihindanya, maze

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

umurage wanjye muwuhindura umwaku.

8Abaherezabitambo ntibagize bati «Uhoraho ari he?» Abazi amategeko yanjye baranyirengagije, abayobora rubanda banyiteruyeho. Abahanuzi bahanura mu izina rya Behali, maze biruka inyuma y'ibidafite akamaro.

9Ni cyo gituma ngiye kubashinja, mwebwe n'abuzukuru banyu. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

10Nimujye ku birwa by'Abakitimu maze murebe, mutume kubaririza i Kedari mubimenye neza; murebe niba hari ibintu nk'ibi byigeze bibayo.

11Mbese igihugu kigeze kwimura imana zacyo ngo kiyoboke izindi? Nyamara kandi nta n'ubwo twazita imana! Umuryango wanjye wo, waguranye Uhoraho ikuzo ryawo, ibidafite akamaro.

12Juru, ibyo nibigutangaze, wumirwe kandi ujunjame. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

13Koko, umuryango wanjye wakoze amahano abiri: barantaye, jye soko y'amazi afutse, bifukurira amariba yabo bwite, amariba yatobotse adashobora no kuregamamo amazi.

### Umuryango witandukanije n'Imana yawo

14Mbese Israheli ni umugaragu? Yavukiye se mu buja, kugira ngo bamugire ingaruzwamuheto?

15Ibibwana by'intare birabwejagura biyitontomera. Israheli yahindutse umwirare, imigi yayo yaratwitswe, nta muturage ukiyirangwamo.

16Dore ndetse ab'i Nofu n'i Dafune baragukandagira ku gahanga!

17Ibyo wabitewe n'iki, atari uko witandukanyije n'Uhoraho Imana yawe, igihe yakuyoboraga mu nzira?

18None se kuki ujya mu Misiri kunywa amazi ya Nili? Ni kuki ujya muri Ashuru kunywa amazi y'Uruzi rwabo?

19Uragahanirwa ubugome bwawe, maze ubugambanyi bwawe uburyozwe! Iyumvishe ukuntu ari bibi kandi bibabaje kuba warihakanye Uhoraho Imana yawe, maze wangera imbere ntuhinde umushyitsi! Uwo ni Nyagasani, Uhoraho Umugaba w'ingabo, ubivuze.

### Umuryango wivumbuye, uyoboka ibigirwamana, witesha agaciro

20Kuva kera, washatse kwigobotora ubuhake, uca ingoyi zawe, ugira uti «Sinshaka kuba umuja ukundi.» Nuko urambarara kuri buri musozi no mu nsi ya buri giti gitoshye , boshye umugore w'indaya.

21Nyamara jyewe nari naraguteye uri umuzabibu nihitiyemo, uko wakabaye utagira amakemwa. Waje guhinduka ute umuzabibu w'ishyamba, ukera imbuto zirura?

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22Naho wakwiyuhagiza ibimeze bite, ugakoresha amasabune y'amoko yose, ububi bwawe buracyari nk'ico mu maso yanjye. Uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze.

23Watinyuka ute kuvuga ngo «Sinanduye», cyangwa uti «Sinayobotse za Behali»? Ibuka imyifatire yawe aho wanyuze mu kabande, maze wemere icyo wakoze. Wari umeze nk'ihene y'ishashi yariye isoni, itana igana impande zose,

24cyangwa indogobe y'ingore imenyereye ubutayu! Iyo yarinze ireha umuyaga, ni nde wayirindura? Ingabo ziyishaka ntizirirwa ziruha, ziyitegera mu kwezi kwayo.

25Reka kwirukanka utyo, utava aho ubura epfo na ruguru, n'umuhogo wawe ukumagara. Ariko uravuga uti «Biramaze! kuko nkunda abanyamahanga, kandi nkaba nshaka kubayoboka.»

26Mbese nk'uko igisambo kimwara iyo gifashwe, ni ko n'Abayisraheli bamwaye, bo n'abami babo, abatware babo, abaherezabitambo babo n'abahanuzi babo.

27Barahura n'igiti bakakibwira ngo «Uri data!» babona ibuye bati «Ni wowe wambyaye!» Banteye umugongo aho kunyerekeza amaso, nyamara kandi basumbirizwa n'ibyago, bakantakambira ngo «Haguruka udukize!»

28Ni ko se, gihugu cya Yuda: ibigirwamana wikoreye biri ahajya he? Ngaho nibihaguruke niba bishobora kugukiza, igihe uzaba uri mu makuba; dore ko byabaye byinshi nk'imigi yawe!

29Ni iki gitumye munshyira mu rubanza? Mwese uko mungana mwarampemukiye. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

### Imana iterwa agahinda n'ubuhemu bw'umuryango wayo

30Abana banyu narabahannye, ariko biba iby'ubusa ntibumva. Inkota yanyu yatsembye abahanuzi, boshye intare kirimbuzi.

31None rero, bantu b'aya magingo, nimwumve ijambo ry'Uhoraho: Israheli se naba nayibereye ubutayu, cyangwa igihugu cy'umwijima? Ni iki se gituma umuryango wanjye uvuga uti «Tuzigira aho dushaka, ntituzakugarukira ukundi?»

32Umukobwa ukiri muto yakwibagirwa imirimbo ye, cyangwa se uwashyingiwe akibagirwa umweko we? Nyamara umuryango wanjye waranyibagiwe, hashize igihe kirekire.

33Ushoboye rwose gucuragana ushakisha uwagukunda. Nyamara kugira ngo ubigereho, wageze n'aho kwica abantu ubigira akamenyero.

34Amaraso y'abakene n'intungane bayasanga ku bishura by'imyambaro yawe, kandi ari nta n'umwe muri bo wafatiye mu cyuho.

35Ibyo byose ubirengaho ukavuga ngo «Ndi intungane, uburakari bwe ntibungeraho.» Jyewe rero, ngiye kugushinja kuko wivugira uti «Sinacumuye.»


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

36Uko witesha agaciro witwaje uburiganya, mu Misiri uzahakura ikimwaro, nk'icyo wavanye muri Ashuru.

37Naho uzahava wubitse umutwe kuko Uhoraho adashaka abo wari wiringiye, kandi nta n'amahoro uzagira uri kumwe na bo.

## Yeremiya 3

### Umuryango w'Imana wabaye nk'umugore w'umuhemu

1Uhoraho avuze atya: Iyo umugabo asenze umugore we bagatandukana, nyuma uwo mugore agashaka undi mugabo, bakongera kubana se ? Ubwo se uwo mugore ntaba yarahumanye burundu? Wowe rero wasambanye n'abagabo batagira ingano, none ngo urangarukiye! Uwo ni Uhoraho ubivuze.

2Ubura amaso urebe mu mpinga zose: aho waba utasambaniye ni he? Wahoraga mu mayira nk'Umwarabu mu butayu, utegereje abasambane bawe. Igihugu waragihumanije kubera ubuhabara n'ingeso mbi byawe.

3Ibyo byatumye imvura itagwa, ndetse n'iyo mu itumba irabura, ariko wowe wakomeye ku busambanyi bwawe, ntibwagutera isoni.

4Nyamara na n'ubu uracyatinyuka kuntakira uti «Dawe, ni wowe ncuti y'amagara yo mu buto bwanjye!

5Mbese uzahwema ryari kungirira inzika no kundakarira?» Nyamara n'ubwo uvuga utyo, ntibikubuza kohoka mu bibi no kubikomeza.

### Imiryango ya Israheli n'uwa Yuda yahemukiye Uhoraho

6Ku ngoma y'umwami Yoziya, Uhoraho arambwira ati «Ese wabonye ubuhakanyi bwa Israheli, ukuntu yagiye kuri buri musozi muremure, no mu nsi ya buri giti gitoshye, maze ikahasambanira?

7Nahoze nibwira ko nimara gukora ibyo byose, izangarukira, ariko ntiyigeze igaruka. Na Yuda, mwene nyina w'umugambanyi, ibyo byose yarabyiboneye.

8Yabonye ukuntu nasenze Israheli w'umuhakanyi kubera ubusambanyi bwayo, nkayiha urwandiko rw'ubusende. Nyamara, Yuda mwene nyina w'umugambanyi ntiyatinye, na we yaragiye yiroha mu busambanyi,

9bituma igihugu cyose gihumana kubera ubuhabara n'ingeso mbi ze; asambanya ibyo abonye byose, ari igiti, ari n'ibuye.

10Ibyo byose Yuda w'umugambanyi yabirenzeho, ntiyangarukira n'umutima we wose, ahubwo ibyaha bye abyicuzanya uburyarya. Uwo ni Uhoraho ubivuze.»

### Uhoraho ahamagara Abayisraheli ngo bamugarukire

11Uhoraho arambwira ati «Israheli n'ubwo yanyihakanye, irusha ubutungane Yuda

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

yangambaniye.

12Genda rero ugana mu majyaruguru, maze urangurure ijwi, ugira uti

’Israheli wanyihakanye, ngarukira, sinzongera kukurakarira. Uwo ni Uhoraho ubivuze. Jyewe ndi umudahemuka; kandi inzika yanjye ntimara igihe. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

13Gusa, emera icyaha cyawe: wemere ko witeruye kuri Uhoraho Imana yawe. Wabungagiye hirya no hino mu banyamahanga, mu nsi ya buri giti gitoshye, wanga kumva ijwi ryanjye. Uwo ni Uhoraho ubivuze.’»

### Ikoraniro ry’Abayisraheli bose i Yeruzalemu

14Uhoraho avuze atya: Nimungarukire, mwa nyoko y’abahakanyi mwe, kuko ari jye mutware wanyu. Nzagenda mpabavana, umwe mu mugi, abandi babiri mu muryango, maze mwese mbajyane i Siyoni.

15Nzabaha abashumba banogeye umutima wanjye, maze babaragirane ubushobozi n’ubwitonzi bwinshi.

16Icyo gihe,nimumara kororoka,mukagwira mu gihugu — uwo ni Uhoraho ubivuze nta we uzaba akivuze ngo «Ubushyinguro bw’Isezerano ry’Uhoraho!» Ni koko nta we uzabutekereza, nta we uzongera kubwibuka cyangwa ngo abwiteho, nta we uzababazwa n’uko butakiriho, ndetse nta n’uzongera gukora ubundi Bushyinguro.

17Icyo gihe Yeruzalemu izitwa «Intebe y’Uhoraho», maze amahanga yose azaze ayigana, kuko izaba yitiriwe Uhoraho; kandi, ayo mahanga azareka gukurikiza inama z’imitima mibi yayo yanangiye.

18Muri iyo minsi, inzu ya Yuda izasanga iya Israheli, maze zombi zituruke mu majyaruguru, zitahe mu gihugu nahaye abasekuruza babo ho umurage.

### Umuryango wayobye nugarukire Uhoraho

(Uhoraho:)

19Jyewe nahoze nibwira nti «Icyampa ngo nshobore kugutandukanya n’abandi bana, nguhe igihugu gitoshye, n’umurage uhebuje andi mahanga ubwiza.» Naribwiraga nti «Muzajya munyita ’Dawe’, kandi ntimuzongera kwitandukanya nanjye ukundi.»

20Nyamara ariko nk’uko umugore ahemukira umugabo we, namwe, bantu bo mu muryango wa Israheli, ni ko mumpemukira. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

21Induru ni yose mu mpinga y’imisozi; ayo ni amarira n’amaganya y’Abayisraheli, kuko bayobye inzira, birengagiza Uhoraho Imana yabo.

22Nimungarukire, mwa birara mwe, ndashaka kubakiza ubwo buhakanyi bwanyu.» (Rubanda:) Ngaha turaje, turagusanze kuko turi abawe; ni wowe Uhoraho, Imana yacu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

23Ni koko, kwiringira ibikorerwa mu mpinga y'imisozi n'ibihavugirwa nta kamaro;
umukiro w'ukuri wa Israheli, uri muri Uhoraho Imana yacu.

24Ariko kuva tukiri bato, gusenga ibigirwamana byatsembye ibikorwa
by'abasokuruza bacu, biyogoza amatungo yabo, amagufi n'amaremare, bigeza no ku
bahungu n'abakobwa babo.

25Isoni nizidukore maze ikimwaro kitworose! Rwose, kuva mu buto bwacu kugeza
uyu munsi, twacumuye kuri Uhoraho Imana yacu, twanga gutega amatwi ijwi rye.

## Yeremiya 4

(Uhoraho:)

1Israheli, nuramuka ushatse kugaruka, ni jyewe ugomba gusanga. Nuvana
ibigirwamana byawe mu maso yanjye, ntuzongera kubungera ukundi.

2Niba kandi urahiye mu izina ry'Uhoraho muzima, ukabikora mu kuri, mu buryo
butunganye no mu butabera, ubwo amahanga yose azamperwamo umugisha kandi
azakurizwa muri jye.

3Dore ibyo Uhoraho abwira abantu ba Yuda n'ab'i Yeruzalemu: Nimuteme ishyamba,
muhinge umurima mushya, mureke gukomeza kubiba mu mahwa!

4Bantu ba Yuda, namwe ab'i Yeruzalemu, nimwiyegurire Uhoraho, nimwiyorosoreho
ibyugarije umutima wanyu. Nimutagenza mutyo, uburakari bwanjye buzavubuka
nk'umuriro; buzatwika ku buryo nta we ushobora kubuzimya, kubera imigenzereze
yanyu mibi.

### Impuruza muri Yuda

5Nimubitangaze muri Yuda, mubyamamaze muri Yeruzalemu, nimuvuze ihembe
hose mu gihugu, murangurure amajwi muti «Nimukoranire hamwe mwese, twinjire
mu bigo bikomeye.

6Ibendera ryanyu muryerekeze i Siyoni ; muhunge, nta guhagarara mu nzira! Kuko
mbateje ibyago, biturutse mu majyaruguru; ishyano rikaba riguye!

7Intare yavumbutse mu kibira ; umurimbuzi w'amahanga arahagurutse, avuye iwe
azanywe no guhindura igihugu cyawe itongo. Imigi yawe izatwikwa, abayituye
bayicikemo.»

8Kubera ibyo rero, nimwambare ibigunira, nimuganye kandi mucure imiborogo,
kuko uburakari bukaze bw'Uhoraho butaratuvirira!

9Uhoraho avuze atya: Kuri uwo munsi nyine umwami n'abatware bazacika intege,
abaherezabitambo basuherwe, n'abahanuzi bahinde umushyitsi. Uwo ni Uhoraho
ubivuze. (Yeremiya:)

10Ubwo ndavuga nti «Nyagasani Mana, mu by'ukuri wabeshye uyu muryango na

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Yeruzalemu, igihe uvuze uti 'Muzagira amahoro', none ngaha twamazwe n'inkota.»

### Ababisha baturutse impande zose

11Icyo gihe Uhoraho azabwira uwo muryango na Yeruzalemu, ati «Ngaha umuyaga ugurumana uturutse mu butayu, unyura mu mpinga z'imisozi ugana umuryango wanjye. Nta bwo ari umuyaga wo kugosora cyangwa gusukura:

12ahubwo ni umuyaga w'inkubi, nohereje uturutse aho ngaho. Ubu rero nanjye ngiye kubacira urubanza.»

(Rubanda:)

13Dore umwanzi atwahutsemo nk'ibicu biyagara, amagari ye y'intambara ni nk'ishuheri y'umuyaga, naho amafarasi ye araguruka kurusha kagoma. Turagatoye! Turashize! (Uhoraho:)

14Yeruzalemu, tsemba ubugome mu mutima wawe, maze ukunde urokoke. Mbese iyo migambi mibi ikurimo, uzayibundikira kugeza ryari?

15Ijwi riranguruye i Dani no ku musozi wa Efurayimu, rimenyesha amakuba agiye gutera.

16Nimuburire amahanga, muhururize Yeruzalemu! Ababisha baturutse mu gihugu cya kure, baje bavugiriza induru mu migi ya Yuda.

17Bayigose impande zose nk'abarinzi b'umurima, kuko yanyiteruyeho. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

18Imyifatire yawe n'ibikorwa byawe, ni byo byagukururiye ibyo byose. Ngicyo igihano cyawe, wumve n'uko gikarishye, ndetse n'ukuntu kigushegesha umutima!

### Yeremiya ashengurwa n'icyo cyorezo

(Yeremiya:)

19Ayiwe we, ayiwe, ndashize! Mfite ubwoba, nkutse umutima, uradiha, sinahora, kuko numvise impuruza y'ihembe n'akamu k'intambara!

20Haravugwa ibyago by'inkurikirane! Ni koko, igihugu cyose kirarimbutse. Dore ingando yanjye yarimbutse, amahema yanjye yasenyutse mu kanya gato.

21Nzahereza he kureba ibendera ry'intambara, nzumva impuruza y'ihembe ngeze ryari?

### Icyo Imana itekereza ku muryango wayo

(Uhoraho:)

22Umuryango wanjye ni ibigoryi, koko nta bwo banzi. Ni abana badatekereza, nta cyo bashobora kwiyumvisha. Bashoboye kugira nabi, ariko kugira neza byo ntibabizi.

### Isi yongera kuba ubutayu, ikambara ubusa

(Yeremiya:)

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

23Nitegereje isi, nsanga ari ikivangitirane, yambaye ubusa; naho ku ijuru, urumuri rwazimiye.

24Nitegereje imisozi, nsanga ihinda umushyitsi; n'udusozi twose tunyeganyega.

25Nitegereje, nsanga nta muntu ukiriho, n'inyoni zose zarahunze.

26Nitegereje, nsanga igihugu cyari gitoshye, cyarahindutse ubutayu, n'imigi yose yarakongotse, itwitswe n'uburakari bukaze bw' Uhoraho.

27Uhoraho avuze atya: Isi yose izaba umwirare, nyamara ariko, sinyitsembye buheriheri.

28Kubera ibyo, isi izagwa mu cyunamo, mu kirere ijuru ricure umwijima, kuko nabitegetse, ukaba ari wo mugambi niyemeje. Sinjya nivuguruza, kandi sinsubira inyuma!

### Siyoni imbere y'abishi

29Urwamo rw'abanyamafarasi n'abanyamiheto ngo ruvuge, rutera umugi wose guhunga. Bamwe baracengera mu bihuru, abandi barurira amabuye y'ibitare. Imigi yose isigaye ubusa, nta muturage ukiyirangwamo.

30Wowe se, ubwo uragokera iki? Wambara imihemba n'imitako ya zahabu, n'amaso yawe ukayasiga ibiyahindura ukundi! Urarushywa n'ubusa wigira mwiza, kuko abakurarikiraga bakuzinutswe, ahubwo bakaba bashaka kukurimbura.

31Ndumva igisa nk'iminiho y'umugore uramutswe; mbese nk'iy'ububabare bw'umugore ukibyara ubwa mbere. Iyo ni induru y'umwari mwiza Siyoni, uganya, agatakamba arashya amaboko, ati «Ndagowe, ndapfuye, nzira abishi banjye!»

## Yeremiya 5

### Ingeso mbi zayogoje Yeruzalemu

(Uhoraho:)

1Muzenguruke amayira ya Yeruzalemu, murebe, mubaririze, mushakashake ahantu hose: hari umuntu n'umwe mwahasanga ukora ibitunganye, agaharanira ukuri? Nimumubona, uwo mugi nzawubabarira. (Yeremiya:)

2Iyo barahira baravuga ngo «Turahiye Uhoraho muzima!», kandi indahiro zabo ari ibinyoma.

3Niko se Uhoraho, ukuri si ko amaso yawe ashaka kureba? Urabahana ariko ntibabikangwa, urabatsemba ariko bakanga kukumva, bigira ba rutare, banga kukugarukira.

4Naho jye naribwiraga nti «Ni ba rubanda, nta bwenge bazi, ntibazi inzira z'Uhoraho, n'amategeko y'Imana yabo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Nzasanga abakuru babo tuvugane, kuko bo nibura, bazi inzira z'Uhoraho n'amategeko y'Imana yabo.» Nyamara nasanze bose ari kimwe: bigobotoye ubuhake baca ingoyi zabwo.

6Ni cyo gituma bazaribwa n'intare zo mu ishyamba, ibirura byo mu bigunda bikazabatsemba. Ibisamagwe bizagota imigi yabo; usohotsemo bihite bimutanyagura, kuko imyigaragambyo yabo ikabije, kandi n'ubuhakanyi bwabo ntibuhweme kwigaragaza. (Uhoraho:)

7Ubwo se ibyo byose nabirengaho nkakubabarira? Abahungu bawe barantaye, ahubwo bakarahira mu izina ry'ibigirwamana. Narabagaburiye barahaga, nyamara bo bohoka mu busambanyi, bakabyiganira ku nzu y'indaya.

8Bameze nk'amafarasi yarinze, agatana, buri wese ariruka inyuma y'umugore w'undi.

9Ubwo se si ngomba kubahagurukira, nkihimura igihugu giteye gityo? Uwo ni Uhoraho ubivuze.

### Umwanzi udashobora kuganzwa

10Nimwurire inkike zacyo! Muzirimbure, ariko ntimuzitsembe. Nimucyambure amashami yacyo, kuko atari ay'Uhoraho.

11Ni koko, ab'inzu ya Israheli kimwe n'iya Yuda, barangambaniye n'ubugome bwinshi, uwo ni Uhoraho ubivuze.

12Bahakana Uhoraho, bavuga ngo «Ntabaho! Nuko rero ibyago ntibizadutera, ntituzigera twicwa n'inkota cyangwa inzara.

13Abahanuzi bameze nk'umuyaga uhuha, kuko atari Imana ibavugiramo. Ibyo byago batuvugaho bizabe ari bo bihama!»

14Ni cyo gitumye avuze atya, Uhoraho Imana, Umugaba w'ingabo: «Kuko muvuze mutyo, amagambo yanjye ari mu kanwa kawe, nzayahindura umuriro, uyu muryango nywugire imiba y'inkwi: uwo muriro uzabatwike, bakongoke!

15Bantu ba Israheli — uwo ni Uhoraho ubivuze — ngiye kubateza igihugu cya kure; igihugu kidashobora kuganzwa, igihugu kimaze imyaka n'imyaka, igihugu utazi ururimi rwacyo, ntiwumve n'ibyo bavuga.

16Imyambi yabo ni icyorezo, bose bakaba n'intwari ku rugamba.

17Bazatsemba ibyawe byose: imisaruro yawe n'imigati yawe, abahungu n'abakobwa bawe, batsembe amatungo magufi n'amaremare, imizabibu yawe n'imitini yawe. Igihe bazaba baje n'inkota zabo, bazasenya imigi ikomeye, wari wiringiye ko nta cyayigutereramo.

18Icyo gihe ariko na bwo, sinzabatsemba buheriheri, uwo ni Uhoraho ubivuze.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

19Ariko nibabaza bati «Ni kuki Uhoraho, Imana yacu yaduteje ibi byago byose?» uzabasubize uti «Nk'uko mwamwanze, mugakorera imana z'abanyamahanga mu gihugu cyanyu, ni ko muzakorera abanyamahanga mu gihugu kitari icyanyu.»

### Imana nticyubahwa, akarengane karaganje

20Nimutangarize ibi bene Yakobo, mubyumvikanishe muri Yuda, muti

21«Nimwumve ibi, muryango utagira ubwenge n'umutima: bafite amaso ariko ntibabona, bakagira amatwi ariko ntibumve.

22Ese ntimuzanyubaha? — Uwo ni Uhoraho ubivuze — Ese nta bwo muzahinda umushyitsi imbere yanjye, jye washyizeho umusenyi ngo ube urubibi rw'inyanja, urugabano itazigera irenga? Ibyutsa umuhengeri ariko ntigire icyo ishobora, imivumba yayo irasuma ariko ntirurenge.

23Ariko uyu muryango ufite umutima unangiye kandi wararutse: baranyanze, maze barigendera!

24Ntibibwiye mu mutima, bati

'Reka twubahe Uhoraho Imana yacu, we uduha imvura iyo tuyikeneye, ari iy'umuhindo cyangwa iy'itumba, kandi akanatumenyera ibihe byagenewe isarura.'

25Ibicumuro byanyu ni byo byahinduye ibyo bihe, ibyaha byanyu bibangamira ibyo byiza.

26Koko mu muryango wanjye harimo abagiranabi, bari mu gico barubikiye nk'abahiga inyoni, bategа imitego, igafata... abantu!

27Amazu yabo yuzuye iminyago, nk'uko agatebo k'umuhigi kuzura inyoni, nguko uko bahindutse ibikomerezwa n'abakire,

28babyibushye kandi bakabengerana. Barakabije mu bugizi bwa nabi, ntibubahiriza ubutungane, ntibita ku mfubyi; nyamara ariko bikabahira, kandi nta n'ubwo barengera abakene.

29None se ubwo singomba kubahagurukira? Singomba kwihimura icyo gihugu kimeze gityo?» Uwo ni Uhoraho ubivuze.

### Abahanuzi b'ibinyoma n'abaherezabitambo b'ingeso mbi

30Amahano ateye ishozi arakorerwa muri iki gihugu:

31abahanuzi barahanura ibinyoma, abaherezabitambo barishakira inyungu zabo; kandi umuryango wanjye ukabyishimira! Ariko se ubwo amaherezo azaba ayahe?

## Yeremiya 6

### Ishyano ry'icyorezo ryubikiye Yeruzalemu

1Nimuve i Yeruzalemu, mwebwe bene Benyamini, mujye gushakira ubuhungiro

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ahandi. Nimuvugirize ihembe i Tekowa, kuri Betikeremu muhashinge ibendera: mu misozi yo mu majyaruguru, hari icyago kibubikiye, ishyano ry'icyorezo!

2Umwiza Siyoni, uteye ubwuzu akaba n'ihoho, ararimbutse!

3Ni we abashumba baje basanga n'amatungo yabo. Bamugose impande zose, bahashinze amahema, buri wese yaragiye ahe.

4Nimushoze intambara ntagatifu, tumutere! Nimuhaguruke! Tumutere ku manywa y'ihangu! Turagowe, kuko umunsi uciye ikibu, ibicu by'umugoroba bikaba byiyongeranya.

5Nimuhaguruke, tumutere igicuku kinishye, dusenye ingoro ze nziza!

### Yeruzalemu iburirwa ku mugaragaro

6Avuze atya Uhoraho Umugaba w'ingabo: Nimutsinde ibiti, mukore umuhanda ugana i Yeruzalemu. Uwo mugi wangabijwe; ntugire ikindi kiwurangwamo kitari urugomo.

7Nk'uko iriba ribika amazi yaryo, ni ko na wo ubundikira ubugome bwawo. Muri wo nta kindi kiharangwa, kitari amahane n'ubwambuzi. Imibabaro n'ibikomere byawo, nabibona iteka bikanshavuza.

8Isubireho, Yeruzalemu! Naho ubundi nzitandukanya nawe, maze nguhindure ubutayu, igihugu kidatuwe.

### Umuryango wica amatwi

9Uhoraho, Umugaba w'ingabo, avuze atya: Nibahumbahumbe abasigaye muri Israheli nk'uko bahumba imizabibu! Ikiganza cyawe cyongere gufata ku mashami, nk'umusaruzi w'imizabibu!

(Yeremiya:)

10Ni nde nzabwira amagambo yanjye, n'ubuhamya bwanjye akabyumva? Dore amatwi yabo yarapfuye, ntibashobora kumva, ijambo ry'Uhoraho barigize igitutsi, ntibarishaka.

(Uhoraho:)

11Nuzuye uburakari, jyewe Uhoraho singishoboye kubuzinzika. Bucuranurire ku bana bari mu nzira, no ku ikoraniro ryose ry'abasore, buzagere no ku bagabo, n'abagore, ku bakuru n'abasaza.

12Amazu yabo azahabwa abandi, hamwe n'imirima yabo, n'abagore babo, kuko ndamburiye ikiganza ku baturage b'iki gihugu. Uwo ni Uhoraho ubivuze!

13Kuva ku muto kugera ku mukuru, bose bararuwe n'inyungu zabo, abahanuzi n'abaherezabitambo bose bakifata nabi.

14Barazinzika ishyano ry'umuryango wanjye, bavuga ngo «Ni amahoro, byose


© 2012, Bible Society of Rwanda.

bimeze neza!» Nyamara ariko nta mahoro ariho.

15Bakozwe n'ikimwaro kubera amarorerwa bakora, nyamara nta mpungenge bibatera, ngo bazirikane ko bitesheje agaciro! Kubera iyo mpamvu, bazarimbuka nk'abandi bose, bakazatemba, igihe nzaba mbahagurukiye. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

16Uhoraho avuze atya: Nimuhagarare ku mihanda mutekereze, mubaririze inzira abasokuruza banyuzemo. Inzira y'amahirwe ni iyihe? None rero, nimuyikurikire, bityo muzabona aho muruhukira. Ariko baravuga bati «Ntituzayikurikira!»

17Nashyizeho abarinzi kugira ngo babarinde, none rero, muritonde nimwumva ihembe! Ariko baravuga ngo «Nta bwo dushaka kuryitaho.»

18None rero, mahanga, nimwumve! Nawe wa koraniro we, menya ibigiye kukugwirira.

19Isi na yo niyumve! Jyewe ngiye guterereza uyu muryango ibyago; ari byo ngaruka y'ibitekerezo bibi byabo. Nta bwo bitondera amagambo yanjye, amategeko yanjye barayasuzugura.

20Umubavu uvuye i Saba, cyangwa urubingo ruhumura rwo mu gihugu cya kure, bimbwiye iki? Ibitambo byanyu bitwikwa, simbishaka; amaturo yanyu, ntanezeza.

21None rero, Uhoraho avuze atya: Imbere y'uyu muryango mpateze umutego bazasitaraho: umuhungu na se, abaturanyi n'incuti, bakazashirira icyarimwe.

### Umurimbuzi araje

22Uhoraho avuze atya: Umuryango uturutse mu gihugu cyo mu majyaruguru, ihanga rikomeye, rihagurutse mu mpera z'isi.

23Bitwaje imiheto n'amacumu, ni abagome ntibagira impuhwe; umuriri wabo ni nk'uw'inyanja isuma. Baje ku mafarasi, bari kuri gahunda y'ingabo ziri ku rugamba, baraguteye wowe, umwiza Siyoni.

(Rubanda:)

24Twumvise iyo nkuru ducika intege, dukuka umutima, tugira n'ububabare nk'ubw'umugore uramutswe.

25Ntujye ku gasozi cyangwa ngo ugere mu mihanda, kuko inkota y'umwanzi hose yahakwije iterabwoba.

(Uhoraho:)

26Wowe muryango wanjye, ambara ibigunira, kandi wiziringe mu mukungugu! Rangiza imihango yose y'uri mu cyunamo, ucure umuborogo nk'uwiraburiye umuhungu w'ikinege, kuko mu kanya gato umurimbuzi araba atugezeho.

### Ibirara birenze ihaniro

(Uhoraho:)

27Ngushyiriyeho kugerageza umuryango wanjye. Uzawumenye kandi usuzume imyifatire yawo, nk'umucuzi usuzuma icyuma.

(Yeremiya:)

28Bose ni ibirara birenze ihaniro, ni abanyamagambo asebanya; bakomeye nk'umuringa n'icyuma, bose ni abarimbuzi.

29Umuvuba urahuhera, umuriro ukavana imyanda ku cyuma, ariko nta kamaro gukomeza kugitwika, niba imyanda itacyomokaho.

30Bazabita «Feza igayitse», kuko Uhoraho yabagaye!

## Yeremiya 7

### Icyizere bafitiye Ingoro nta ho gishingiye

(reba na Yer 26,1–19)

1Dore ijambo Uhoraho yabwiye Yeremiya:

2«Hagarara mu muryango w'Ingoro y'Uhoraho, maze utangaze aya magambo: Nimutege amatwi ijambo ry'Uhoraho, mwebwe mwese bantu ba Yuda mwinjirana muri iyi miryango, muje kuramya Uhoraho.

3Uhoraho Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli, avuze atya: Nimuvugurure imyifatire yanyu n'imigenzereze yanyu, bityo nshobore guturana namwe aha hantu.

4Nimusigeho kwibeshyeshya amagambo atagira aho ashingiye, muvuga ngo: Ingoro y'Uhoraho! Ingoro y'Uhoraho! Uhoraho ari hano!

5Ahubwo nimuhindure rwose imyifatire yanyu n'imigenzereze yanyu, muharanira igitunganiye umubano mu bantu.

6Ntimugakandamize umusuhuke, imfubyi n'umupfakazi; ntimukamenere amaraso y'indacumura aha hantu, kandi ntimukirukire ibigirwamana kuko byabakururira ibyago.

7Nimugenza mutyo, nzabona guturana namwe aha hantu, mu gihugu nahaye abasokuruza banyu kuva kera n'iteka ryose.

8Nyamara ariko dore muriringira amagambo y'ibinyoma adafite akamaro.

9Ubwo se muziba, mwice, musambane, murahire mu binyoma, mutwikire Behali ibitambo, mwiruke inyuma y'ibigirwamana bitigeze bibitaho,

10nimurangiza munze imbere muri iyi Ngoro yitiriwe izina ryanjye, muvuga ngo «Turakijijwe!», maze nyuma mwongere mwikorere ayo marorerwa yose?

11Iyi Ngoro yitiriwe izina ryanjye, mwibwira se ko ari ubuvumo bw'abajura? Jyewe, ibyo ari byo byose, ndabona ari uko bimeze! Uwo ni Uhoraho ubivuze.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12Ngaho nimujye i Silo ahahoze ari ahanjye, aho nari nabanje gutuza izina ryanjye, murebe uko nahagenjereje bitewe n'ubugome bw'umuryango wanjye Israheli!

13None rero ubu, ubwo mwakoze ibyo byaha byose — uwo ni Uhoraho ubivuze — nkabavugisha ubutitsa ntimunyumve, nkabahamagara ntimwitabe,

14iyi Ngoro yitiriwe izina ryanjye mwari mufitiye icyizere, n'aha hantu nabahaye mwebwe n'abasokuruza banyu, nzahagenzereza uko nagenjereje Silo.

15Nzabajugunya kure yanjye nk'uko najugunye abavandimwe banyu bose, urubyaro rwose rwa Efurayimu.

### Uhoraho yica amatwi

16Wowe rero, ntiwirirwe uvuganira uyu muryango, ngo ubahingukirize amarira cyangwa isengesho, uruhe untitiriza, kuko ntakumva.

17Ese ntubona ibyo bakorera mu migi ya Yuda no mu mayira ya Yeruzalemu?

18Abana batora inkwi, abagabo bagacana umuriro, maze abagore bakavuga umutsima kugira ngo bakorere utugati Umwamikazi w'ijuru. Byongeye muratura ibitambo biseswa izindi mana, bityo mukanshavuza.

19Ubwo se ni jye bashavuza — uwo ni Uhoraho ubivuze — cyangwa ni bo ubwabo bishavuza? Nyamara ariko byagombye kubatera isoni.

20Nuko rero, Uhoraho Imana avuze atya: Uburakari bwanjye n'umujinya wanjye bigiye kwisuka aha hantu, ku bantu no ku matungo, ku biti byo ku gasozi no ku mbuto zo mu mirima; bihinduke umuriro udateze kuzima.

### Igihugu kitumva Imana yacyo

21Uhoraho Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli, avuze atya: Nimwongere ibitambo byanyu bitwikwa ku bindi bitambo byanyu, maze mwirire inyama zabyo!

22Igihe mvanye abasokuruza banyu mu gihugu cya Misiri, nta cyo nababwiye, nta gitambo gitwikwa cyangwa ikindi gitambo nigeze mbaka;

23gusa nabisabiye ibi bikurikira: Nimwumve ijwi ryanjye nzababere Imana, namwe muzambere umuryango; mukurikire neza inzira mberetse, bityo muzahirwa.

24Ariko ntibumvise, nta bwo bateze amatwi, ahubwo bigenjereje uko bishakiye, maze banangira umutima ku buryo buteye ishozi; aho bandebye bantera umugongo.

25Kuva abasekuruza babo bava mu gihugu cya Misiri, sinigeze ntuza kubohereza buri munsi abagaragu banjye bose b'abahanuzi kugeza na n'ubu.

26Ariko ntibanyumvise, nta bwo banteze amatwi, bashingaritse ijosi ryabo, barusha abasekuruza babo ubugome.

27Ubasobanurira ayo magambo yose, ariko ntibakumve. Urabahamagara, ariko

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ntibakwitabe.

28None rero ubabwire uti «Dore umuryango utumva Uhoraho Imana yawo, ukanga kwigishwa: ukuri kwarayotse, ntikukirangwa ku munwa wabo.»

### Ikibaya cy'urwicaniro

29Kemura iyo misatsi yawe yagaragazaga ko weguriwe Imana, uyijugunye kure; mu mayira utere indirimbo y'amaganya, kuko Uhoraho yanga, agatererana igisekuru kimurakaza!

30Abayuda bakora ibibi nanga — uwo ni Uhoraho ubivuze. Bashyira ibiterashozi mu Ngoro yitiriwe izina ryanjye, nuko bakayihumanya.

31Bubatse urutambiro rw'i Tofeti mu kibaya cya Mwene Hinomi, kugira ngo abahungu n'abakobwa babo bahatwikirwe. Ibyo sinigeze mbisaba, sinigeze nabitekereza.

32Dore rero, igihe kiregereje — Uwo ni Uhoraho ubivuze — ntibazongere kuvuga ngo «Tofeti» cyangwa ngo «Ikibaya cya Mwene Hinomi», ahubwo hazajye havugwa «Ikibaya cy'urwicaniro»; ndetse kubera kubura ahandi, Tofeti ubwayo izahinduka irimbi.

33Muri uyu muryango hazicwamo benshi cyane, intumbi zabo zizatunge inyoni zo mu kirere n'inyamaswa zo mu gasozi; kandi nta muntu uzaba ugihari ngo azirukane!

34Mu migi ya Yuda no mu mayira ya Yeruzalemu, nahosheje agasaku k'ibyishimo n'amagambo y'umunezero, indirimbo y'umukwe n'ibyishimo by'umugeni, kuko igihugu kigiye guhinduka amatongo.

## Yeremiya 8

1Icyo gihe — Uwo ni Uhoraho ubivuze — bazataburura mu mva amagufa y'abami n'abatware ba Yuda, ay'abaherezabitambo n'abahanuzi, hamwe n'ay'abaturage ba Yeruzalemu.

2Bazayadendeza imbere y'izuba, y'ukwezi n'imbere y'ibindi binyarumuri byo mu kirere, byo bacuditse na byo, bakabigaragira, bakabikurikira, bakabigisha inama ndetse bakanabipfukama imbere. Ayo magufa, ntazarundarundwa ngo ahambwe; azahama aho afumbire ubutaka.

3Naho abazasigara, abazarokoka muri iyo nyoko mbi n'abazacika ku icumu mu duce twose nzaba nabatatanyirijemo, bazifuza gupfa aho kubaho — uwo ni Uhoraho Umugaba w'ingabo ubivuze.

### Umuryango wanangiye umutima

4Uzababwire uti «Uhoraho avuze atya: Ese iyo umuntu aguye ntabyuka? Ese umuntu arayoba ntahindukire?

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[5]Ni iki gituma uyu muryango wa Yeruzalemu uyoba, ugakomeza kuzikama mu buhakanyi bwawo? Batsimbaraye ku binyoma byabo bibeshyeshya, bakanga kugaruka.

[6]Naritonze ntega amatwi, nsanga amagambo yabo adafashije. Nta n'umwe ubabajwe n'ubugome bwe ngo agire ati «Ese ubu nakoze ibiki?» Buri wese ariruka akurikiye ubwomanzi bwe, mbese nk'ifarasi igiye ku rugamba.

[7]N'ikiyongoyongo cyo mu kirere kimenya ubwacyo igihe kizasuhukira; inuma, intashya n'umusambi bikamenya igihe bizahindukirira. Ariko umuryango wanjye ntiwita ku mategeko y'Uhoraho!

### Abigishamategeko bahindanya itegeko ry'Uhoraho

[8]Mwashobora mute kuvuga ngo «Turi abahanga, kuko dutunze itegeko ry'Uhoraho?» Ni byo, ariko ryahindutse ibinyoma, kubera inyandiko y'abigishamategeko yuzuye ububeshyi.

[9]Abahanga bazakorwa n'ikimwaro, bumirwe, kandi bafatirwe mu mutego; basuzugura ijambo ry'Uhoraho: ubwo se bavuga bate ko ari abahanga?

### Abibwira ko byose bimeze neza (reba 6,12–15)

[10]Nuko rero abagore babo ndabaha abandi, imirima yabo nyiteze abayigabiza; kuko bose, ari umuto n'umukuru, bararuwe n'inyungu zabo; abahanuzi n'abaherezabitambo bose, bakifata nabi.

[11]Bazinzika ishyano ry'umuryango wanjye, bavuga ngo «Ni amahoro, byose bimeze neza!» Nyamara ariko nta mahoro ariho.

[12]Mbese hari ikimwaro bagize kubera amarorerwa bakora? Oya, nta mpungenge bibatera, ngo bazirikane ko bitesheje agaciro! Kubera iyo mpamvu, bazarimbuka nk'abandi bose; bakazatemba, igihe nzaba mbibaryoza. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

### Uhoraho azatsemba umuzabibu muri Yuda

(Uhoraho:)

[13]Niyemeje kubatsemba — uwo ni Uhoraho ubivuze — nta mbuto zizarangwa ku muzabibu, kimwe no ku mutini, amababi na yo yarabiranye: nyateje abayanyukanyuka.

(Rubanda:)

[14]Ni kuki duhagaze nta cyo dukora? Nidukoranire hamwe, twinjire mu migi yacu ikomeye, twigumireyo, kuko Uhoraho Imana yacu atubuza kuhatirimuka, akatwuhira amazi mabi, kuko twamucumuyeho.

[15]Twizeraga amahoro, none nta n'agahenge; twari dutegereje kuzanzamuka, none ahubwo dore igikuba kiracitse.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16Kuva i Dani harumvikana induru y'amafarasi; isi yose irahinda umushyitsi kubera urusaku n'inkubiri byayo. Umwanzi aje kuyogoza isi n'ibiyiriho byose, ari umugi, ari n'abawutuye.

(Uhoraho:)

17Dore mbashumurije inzoka n'impiri zidashobora kugomborwa, maze zizabarume! Uwo ni Uhoraho ubivuze.

### Agahinda ka Yeremiya

(Yeremiya:)

18Agahinda kanjye ntikagira umuti, amagara yanjye yose arakendera.

19Induru ibabaje y'umuryango wanjye irumvikana iturutse mu gihugu cya kure: «Muri Siyoni se Uhoraho ntakibaho? Umwami wayo se ntakiyibamo?»

(Uhoraho:) Ni kuki banshavuza n'ibigirwamana byabo, n'ariya manjwe yavuye ahandi?
(Yeremiya:)

20Isarura ryararangiye, icyi cyarashize, ariko twebwe nta mukiro turabona!

21Narashengutse kubera amahano y'umuryango wanjye! Ndi mu cyunamo, amakuba yancigatiye!

22Ese nta muti ukirangwa muri Gilihadi ? Nta muvuzi se uhaba? Ni kuki ibikomere by'umuryango wanjye bidakira?

23Ni nde uzahindura umutwe wanjye mo umugezi, amaso yanjye akayagira isoko y'amarira, kugira ngo ndirire umunsi n'ijoro, abapfuye bo mu muryango wanjye?

## Yeremiya 9

### Ikinyoma cyafashe intebe hose

(Yeremiya:)

1Ubonye ngo mbe ndafite akaruri k'abagenzi mu butayu, maze ngo ntererane umuryango wanjye njye kuhatura! Bose ni abasambanyi, ni agatsiko k'abagambanyi.
(Uhoraho:)

2Ururimi rwabo ni umuheto ureze, baganje mu gihugu atari ukubera ukuri, ahubwo ibinyoma. Bakorera ibyaha ku bindi, naho jyewe, ntibamenya. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

3Murabe maso, buri wese yitondere mugenzi we; ntihazagire umuvandimwe wanyu n'umwe mwizera, kuko buri muvandimwe ari umuhendanyi, na buri mugenzi wanyu akaba umubeshyi.

4Buri wese aryarya mugenzi we, nta jambo ry'ukuri rikibaho! Ururimi rwabo


© 2012, Bible Society of Rwanda.

barumenyereje amagambo y'ibinyoma. Baguye mu bugizi bwa nabi, ku buryo batagishoboye kwisubiraho.

5Ngurwo urugomo rudasiba, ngicyo ikinyoma kidahwema! Bahakanye kunyoboka! Uwo ni Uhoraho ubivuze.

6None rero, Uhoraho Umugaba w'ingabo avuze atya: Ngiye kubahana, mbagerageze. Mbega ukuntu ngiye guhagurukira ubugome bw'umuryango wanjye!

7Ururimi rwawo rusa n'umwambi kirimbuzi, bakwirakwiza ibinyoma. Mugenzi wabo bamwifuriza amahoro ku munwa gusa, ariko mu mutima bamushandikira umutego.

8Ubwo se si ngomba kubahana, nkihimura igihugu giteye gityo? Uwo ni Uhoraho ubivuze.

### Impamvu igihugu cyabaye amatongo

(Yeremiya:)

9Ndaririra mu mpinga y'imisozi, nkaganya, nkaborogera no mu biraro byo ku gasi, kuko byose byakongotse, hakaba nta muntu n'umwe ukihacaracara, habe n'amatungo ngo aracyahumvikana. Ari inyoni, ari n'amatungo, byose byarahunze, nta gisigaye! (Uhoraho:)

10Yeruzalemu, nzayigira ikirundo cy'amabuye, isenga y'imbwebwe, naho imigi ya Yuda nyihindure amatongo atagira abayatuye.

(Yeremiya:)

11Niba hari umuhanga uriho, niyumve, kandi yamamaze ijambo yabwiwe n'Uhoraho. Ni kuki igihugu cyayogojwe, kigakongoka nk'ubutayu butagendwa?

12Uhoraho aravuze ati «Birengagije inyigisho zanjye nabahaye; aho kumva ijwi ryanjye ngo barikurikire,

13bakomeje kunangira umutima, bizirika kuri za Behali batojwe n'abasekuruza babo.»

14None rero, Uhoraho Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli, aravuze ati «Ngiye kubanywesha uburozi bukaze, kandi mbuhire amazi aroze;

15mbatatanyirize mu bihugu batigeze bamenya ari bo ubwabo, cyangwa abasekuruza babo, kandi mbakurikize inkota kugeza ubwo mbatsembye.»

### Indirimbo y'amaganya

16Uhoraho Umugaba w'ingabo avuze atya: Nimubaririze, mutumire abagore bo kurira! Muhamagare ababizobereyemo, maze baze!

17Nibatebuke, baduterere indirimbo y'amaganya! Amaso yacu nazengemo amarira, naho ingohe zacu zitembemo amazi! (Yeremiya:)

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

18Induru y'amaganya iturutse i Siyoni igira iti «Turashize, ikimwaro kiradukoze! Tugomba kwimuka mu gihugu: ingo zacu barazishenye.»

19Bagore, nimwumve ijambo ry'Uhoraho! Amatwi yanyu niyakire ijambo rivuye mu kanwa ke! Nimutoze abakobwa banyu iyi ndirimbo y'amaganya, maze namwe muyigishe bagenzi banyu, mugira muti

20«Urupfu rwuriye ku madirishya yacu, rugacengera mu mazu yacu meza, ruje gutsemba abana mu mayira n'abasore ku bibuga.

21Intumbi zandagaye nk'ifumbire mu mirima, cyangwa nk'imiba inyuma y'umusaruzi, kandi nta muntu uhari ngo azandurure!»

### Ubuhanga nyakuri ni ukumenya Uhoraho

22Uhoraho avuze atya: Umuhanga ntaziratane ubuhanga bwe! Umunyembaraga ntaziratane ingufu ze! Umukungu ntaziratane ubukire bwe!

23Uzashaka kwirata, aziratane ko anzi bihagije, jye Uhoraho, ushyigikira ubufatanye, ubutungane n'ubutabera ku isi. Ni koko, ibyo ni byo binshimisha. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

### Abirata ko bagenywe baragowe

24Iminsi iregereje — uwo ni Uhoraho ubivuze — maze nzahagurukire uwagenywe ku mubiri wese.

25Nzahagurukira Misiri na Yuda, Edomu n'Abahamoni, Mowabu n'Abogoshe imisaya batuye mu butayu, kuko abo banyamahanga bose, kimwe n'Abayisraheli ubwabo, batagenywe ku mutima.

## Yeremiya 10

### Ibigirwamana imbere y'Imana y'ukuri

1Nimutege amatwi ijambo Uhoraho ababwira, bantu ba Israheli!

2Uhoraho avuze atya: Ntimugakurikize imico y'abanyamahanga; ibimenyetso byo mu kirere ntibikabakangaranye, amahanga ni yo akangaranywa na byo.

3Ni koko, imigenzo yayo ni amanjwe: baratema igiti mu ishyamba, umunyabukorikori akakigegenesha icyuma,

4akagitakisha feza na zahabu, maze akagitera imisumari, akoresheje inyundo, kugira ngo kitajegajega.

5Ibyo bigirwamana bimeze nk'ibishusho bikanga inyoni mu murima w'imyungu; ntibivuga kandi bagomba kubyikorera kuko bidashobora kugenda. Ntibizabatere ubwoba, kuko nta kibi byabakorera, ariko na none nta n'akamaro byabagirira!

6Uhoraho, nta n'umwe muhwanye! Uri igihangange, n'izina ryawe ni ikirangirire,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kubera ibigwi byaryo.

7Ni nde utakubaha, mwami w'amahanga? Ibyo ni wowe bikwiye, kuko mu bahanga
bose b'amahanga no mu bihugu byose, nta n'umwe muhwanye.

8Bose, nta n'umwe usigaye, bihinduye ibicucu maze bata ubwenge. Inyigisho
bahabwa muri ubwo bucucu, ni zo zatumye bamera batyo.

9Ibyo bigirwamana ni feza isennye ituruka i Tarishishi, cyangwa zahabu yo muri
Ufazi; byakozwe n'umunyabukorikori hamwe n'umucuzi, babitakisha ibara ry'isine
n'iritukura. Nyamara ariko ntibibibuza kuba bikozwe n'abanyabukorikori.

10Ariko Uhoraho Imana ni umunyakuri, ni Imana nzima, akaba n'umwami
ubuziraherezo. Iyo arakaye, isi ihinda umushyitsi, amahanga ntashobora guhangara
uburakari bwe.

11(Dore ibyo muzababwira: imana zitaremye isi n'ijuru, zigomba gucibwa ku isi no
mu nsi y'ijuru!)

12Uhoraho ni we waremesheje isi ububasha bwe, ibiyituye abihangana ubuhanga,
ubwenge bwe aburamburisha ijuru.

13Iyo avuze wagira ngo ni amasumo y'amazi mu ijuru, ni we ukoranya ibicu
nyamunini mu mpera z'isi, akarekura imirabyo imvura ikagwa, kandi agakura
imiyaga mu ndiri zayo.

14Umuntu wese arumirwa, bikamubera urujijo, umucuzi wese agaterwa isoni
n'ikigirwamana cye: rwose amashusho ye ni ibinyoma, nta mwuka uyarimo.

15Byose ni ubucucu n'amanjwe baseka, igihe cyo guhanwa nikigera, bizarimburwa.

16Naho Imana, yo mugabane wa Yakobo si uko iteye! Yo, ni umuremyi wa byose;
Israheli ikaba ari umuryango yeguriweho umugabane; Uhoraho Umugaba w'ingabo,
ni ryo zina rye.

### Amakuba aregereje

(Yeremiya:)

17Ngaho terura imitwaro yawe, wowe wugarijwe!

18Kuko Uhoraho avuze atya: Ubu noneho ngiye kujugunya ku gasi abaturage b'iki
gihugu, kandi nkomeze mbabe hafi, kugira ngo batancika.

(Yeruzalemu:)

19Ndagowe! Mbega amakuba! Igikomere cyanjye nticyomorwa! Jyewe naribwiraga
nti «Ibyago byanjye ni ibyo, nzabyihanganira!

20None ihema ryanjye ryasenyutse, imigozi yaryo yose yarandutse. Abana banjye
ntibakiriho. Nta muntu ugihari ngo anshingire ihema ryanjye, ngo anyegurire


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ingando yanjye!»

(Yeremiya:)

21Abashumba babaye ibicucu: ntibagishaka Uhoraho. Ni yo mpamvu nta cyo bagishoboye, amatungo akaba yaratereranywe.

22Ndumva induru ivuga itugana, ni umuriri munini uturutse mu gihugu cy'amajyaruguru, uje guhindura imigi ya Yuda itongo, n'isenga y'imbwebwe.

### Yeremiya asabira umuryango we

23Uhoraho, nzi ko umuntu atari we utegeka inzira ye; umugenzi ntagene ubwe iby'urugendo rwe.

24Uhoraho, nkosora ariko mu rugero, utabigiranye uburakari, kuko wahita unkuraho.

25Homborerera umujinya wawe ku mahanga adashaka kukumenya, ku bihugu bitiyambaza izina ryawe; kuko baconcomeye inzu ya Yakobo, barayiconcomera, bayitsembaho, igihugu cye barakiyogoza.

## Yeremiya 11

### Abayisraheli bahemukiye Isezerano

1Uhoraho abwira Yeremiya iri jambo:

2«Nimutege amatwi amagambo y'iri Sezerano! Uzayabwire abantu ba Yuda n'abaturage ba Yeruzalemu,

3ugira uti 'Avuze atya, Uhoraho, Imana ya Israheli: Aragowe umuntu utumva amagambo y'iri Sezerano

4nagiranye n'abasokuruza banyu igihe mbakuye mu gihugu cya Misiri, muri rya tanura rishongesha ubutare. Nimutege amatwi ijwi ryanjye kandi mukurikize ibyo mbabwiye, bityo muzambera umuryango nanjye mbabere Imana,

5noneho mbone kurangiza isezerano nagiriye ku mugaragaro abakurambere banyu, ryo kubaha igihugu gitemba amata n'ubuki; kandi ubu ngubu akaba ari mwe mugituye.'» Nuko ndasubiza nti «Ni byo koko, Uhoraho!»

6Uhoraho arambwira ati «Genda utangaze aya magambo yose mu migi ya Yuda no mu mayira ya Yeruzalemu: Nimutege amatwi amagambo y'iri sezerano, kandi muyakurikize.

7Kuva umunsi nabakuye mu gihugu cya Misiri kugeza ubu, abasokuruza banyu nakomeje kubihanangiriza ngasubiramo ngira nti 'Nimutege amatwi ijwi ryanjye!'

8Ariko ntibanyumvise, ngo bantege amatwi: buri wese yakomeje kunangira umutima we. Ni bwo rero mbarangirijeho amagambo yose ya rya sezerano nari narabasabye gukurikiza, maze ntibarikurikize.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Uhoraho arambwira ati «Habonetse akagambane mu bantu ba Yuda no mu baturage
ba Yeruzalemu.

10Basubiye mu bicumuro by'abakurambere babo banze gutega amatwi amagambo
yanjye: na bo birukanka inyuma y'izindi mana kugira ngo baziyoboke. Uko ni ko
abantu ba Israheli n'aba Yuda batatiye isezerano nari naragiranye n'abasekuruza
babo.

11None rero, Uhoraho avuze atya 'Ngiye kubateza icyago batazashobora
kwigobotora. Bazantakambira, ariko sinzabumva.

12Imigi ya Yuda n'abaturage ba Yeruzalemu baziyambaza ibigirwamana batwikiye
ibitambo, ariko ntibizashobora kubarokora mu byago!'

13Wowe Yuda, ibigirwamana byawe bimaze kunganya ubwinshi n'imigi yawe; nawe
Yeruzalemu, intambiro wubakiye ikigirwamana — intambiro zo gutwikiraho
ibitambo Behali —, zinganya ubwinshi n'amayira yawe!

14Wowe rero, Yeremiya, ntiwiririrwe uvuganira uyu muryango, ntubatakambire
cyangwa ngo ubasabire; kuko nibantakira mu byago byabo ntazabumva.»

### Uhoraho azatemesha umuzeti we

15Inkundwakazi yaje gukora iki mu Ngoro yanjye? Imigenzereze ye yuzuye amayeri.
Ni ko se ye, impigu n'inyama z'ibitambo bizakurinda ibyago byawe? Ni uko nguko
uzashobora kubirokoka?

16«Muzeti uhora utoshye, utatse ubwiza bw'imbuto ziryoshye», iryo ni ryo zina
Uhoraho yari yarakwise. Mu rusaku rwinshi yatwitse amababi yawo, n'amashami
barayakonyagura.

17Uhoraho Umugaba w'ingabo waguteye, ni we uguteje icyago kubera ikibi abantu ba
Israheli n'aba Yuda bakoze; kuko bamucumuyeho, igihe batwikiraga ibitambo Behali.

### Yeremiya atotezwa n'umuryango we bwite

18Igihe Uhoraho amburiye nkabyumva, ni ho natahuye imigambi mibi yabo.

19Jyewe nari nk'umwana w'intama utuje bajyanye mu ibagiro; sinari nzi ko bangiriye
imigambi mibi bagira bati «Nimucyo dutsinde igiti kigitoshye, tugitsembe mu gihugu
cy'abazima; izina rye ryoye kuzongera kuvugwa ukundi!»

20Uhoraho, Mugaba w'ingabo, wowe utegekana ubutabera, ugasuzuma umutima
n'ibitekerezo, nzareba uko uzabihimura, kuko ari wowe nashinze akarengane kanjye.

21None rero, dore icyo Uhoraho avuze ku bantu b'i Anatoti bashaka kukuvutsa
ubuzima, bavuga ngo «Wihanura mu izina ry'Uhoraho, naho ubundi tuzakwiyicira
twebwe ubwacu.»

22Uhoraho Umugaba w'ingabo avuze atya: Ngiye kubahagurukira: urubyiruko rwabo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ruzicwa n'inkota, abahungu n'abakobwa babo bamarwe n'inzara.

23Iwabo nta n'umwe uzarokoka; nzateza ibyago abantu b'i Anatoti mu mwaka bazagomba kuryozwa ibyo bakoze.

## Yeremiya 12

### Yeremiya abaza Imana ibyerekeye amahirwe y'abagiranabi

(Yeremiya:)

1Wowe Uhoraho, uri intungane! Nyamara ariko ndashaka kugira icyo nkuburanya. Ni koko, ndagira ngo tujye impaka ku bibazo bimwe na bimwe. Ni kuki imigambi y'abagome ibahira? Ni kuki abagambanyi bose bamererwa neza?

2Urabatera bagashinga imizi, bakageza n'aho bera imbuto. Uba bugufi y'umunwa wabo, ariko ukaba kure y'umutima wabo.

3Wowe Uhoraho, uranzi, urambona, kandi usuzuma ibitekerezo byanjye, biri kumwe nawe. Abagome bashyire ukwabo nk'intama zigomba kubagwa; ubazigamire umunsi wo kubica!

4Isi izahora mu cyunamo kugeza ryari, ibyatsi byo ku gasozi bizahereza he kumirana? Inyamaswa zose zirarimbutse, kubera ubugome bw'abaturage bayo, bo bibwira ngo «Uhoraho ntabona inzira zacu.» (Uhoraho:)

5Niba wiruka n'abanyamaguru bakakunaniza, uzashobora ute gusiganwa n'amafarasi ? Niba ugomba igihugu kirimo amahoro kugira ngo ugire ituze, uzifata ute mu nzitane za Yorudani?

6Ndetse n'abo muva inda imwe, abo mu muryango wawe, na bo barakugambanira, bakaguca inyuma, bagakoranya abandi ngo bagushandikire utabizi. Ntukabizere, kabone n'iyo bakubwirana umutima mwiza.

### Imana itererana igihugu cyayo n'umuryango wayo

7Inzu yanjye ndayitereranye, ntaye umurage wanjye; uwo nari narakundwakaje mugabije abanzi be.

8Umurage wanjye wambereye nk'intare mu ishyamba, urantontomera, none narawuzinutswe.

9Ese umurage wanjye waba ari nk'inyoni y'amabara ibyaruzi biza bishikira biturutse impande zose? Nimugende, mukoranye ibikoko byo mu ishyamba byose; mubizane mu munsi mukuru!

10Igitero cy'abashumba cyayogoje imizabibu yanjye, kindibatira umurima utagira uko usa, kiwuhindura ubutayu bw'umwirare.

11Bawuhinduye umwirare, ndawureba imbere yanjye warangiritse, uteye agahinda. Igihugu cyose cyabaye umwirare, nyamara ariko nta n'umwe ubyitayeho.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12Mu mpinga zose z'imisozi yo mu butayu, haturutse abasahuzi. Inkota ibanguwe n'Uhoraho ihinguranyije isi, irayitsemba: nta n'umwe ukiranganwa amahoro.

13Barabiba ingano, bagasarura amahwa; baragoka ariko nta cyo bageraho. Nimukozwe isoni rero n'ibyo musaruye, bitewe n'uburakari bugurumana bw'Uhoraho.

### Uko Uhoraho ashaka kurera amahanga

14Uhoraho avuze atya: Abagome bose duturanye bigabiza umurage nahaye Israheli, umuryango wanjye, ngiye kubarimbura ku butaka bwabo; abantu ba Yuda na bo, nzabarandura, mbavangure na bo.

15Ariko, nimara kubarandura, nzabagirira impuhwe bundi bushya, maze ngarure buri muntu mu murage we, no mu gihugu cye.

16Nibitoza kwitwara neza nk'umuryango wanjye, bakageza aho barahira izina ryanjye bati «Mu izina ry'Uhoraho muzima», mbese bakagenza nk'uko bigishije umuryango wanjye kurahira mu izina rya Behali, bityo bazashobora gutura mu muryango wanjye rwagati.

17Ariko nibatumva, iki gihugu nzakirimbura burundu, maze ngitsembe. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

## Yeremiya 13

### Yeremiya n'umukandara wa hariri

1Dore uko Uhoraho ambwiye: «Genda ugure umukandara wa hariri, maze uwukenyere, nyamara ariko wirinde kuwumesa.»

2Naguze umukandara nk'uko Uhoraho yari yabivuze, maze ndawukenyera.

3Uhoraho yongera kumbwira ati

4«Haguruka ugende ukenyeye wa mukandara waguze, maze ujye i Perati, nuhagera uzawuhishe mu isenga ry'urutare.»

5Naragiye nywuhisha i Perati, nk'uko Uhoraho yari yabintegetse.

6Hashize iminsi myinshi, Uhoraho arambwira ati «Haguruka ujye i Perati uvaneyo wa mukandara nari nagutegetse guhishayo.»

7Ubwo nagiye i Perati gushakashaka no kuvanayo wa mukandara aho nari narawuhishe. Umukandara nsanga warononekaye, nta cyo ukimaze.

8Nuko Uhoraho arambwira ati

9«Uhoraho avuze atya: Nguko uko nzahindanya ubwirasi bwa Yuda, n'ubwirasi bukabije bwa Yeruzalemu:

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10uyu muryango mubi, wanze kumva amagambo yanjye, ugakomeza kunangira umutima, ukiruka inyuma y'ibigirwamana kugira ngo ubiyoboke kandi unabipfukamire. Uragahinduka nk'uwo mukandara utagifite akamaro!

11Nk'uko umuntu akenyera umukandara, nanjye nari nariziritse ku bantu ba Israheli n'aba Yuda, kugira ngo bambere umuryango, ubwamamare, ikuzo n'umutako, ariko bo banze kunyumva. Uwo ni Uhoraho ubivuze.»

### Divayi y'uburakari bw'Imana

12Uzababwira iri jambo, uti «Uhoraho Imana ya Israheli avuze atya: Ikibindi icyo ari cyo cyose, bacyuzuzamo divayi. Nibagusubiza bati 'N'ubundi tuzi neza ko ikibindi cyose bacyuzuzamo divayi',

13uzababwire uti 'Uhoraho avuze atya: Abaturage bose bo muri iki gihugu, abami bakomoka kuri Dawudi bicaye ku ntebe ye, abaherezabitambo, abahanuzi n'abaturage bose ba Yeruzalemu, nzabahindura abasinzi buzuye.

14Nzabahuramo umwiryane, abagabo n'abahungu babo bose hamwe bacagagurane — Uwo ni Uhoraho ubivuze. Ari impuhwe, ari amatakirangoyi cyangwa imbabazi, ntibizambuza kubarimbura.'»

### Nimutege amatwi bitaragera kure

15Nimwumve, mutege amatwi, mureke kwirarika: Uhoraho ni we uvuze!

16Nimukuze Uhoraho Imana yanyu, mbere y'uko abohereza umwijima, mbere y'uko ibirenge byanyu bitsikira mu misozi yaguweho n'ijoro. Mutegereje urumuri, ariko yaruhinduyemo umwijima, arugira igicu cyijimye.

17Nimudatega amatwi, nzigunga mu mfuruka yanjye, maze kubera ako kababaro, amaso yanjye azengemo kandi ahongoboke amarira, kuko ubushyo bw'Uhoraho bujyanywe bunyago!

### Igihano cy'umuryango w'abahemu

18Bwira umwami n'umugabekazi uti «Nimuce bugufi noneho! Ikamba ryanyu ry'agatangaza ryahanantutse ku mutwe wanyu.

19Imigi ya Negebu yafunzwe, nta muntu n'umwe uza kuyifungura. Yuda yose yajyanywe bunyago, bayinyaze yose uko yakabaye.»

### Yeruzalemu iterwa ishozi n'ubwomanzi bwayo

20Ubura amaso maze urebe: baturutse mu majyaruguru! Ubushyo bwakuragijwe buri he? Intama zawe z'agahebuzo ziri he?

21Uzongera kuvuga iki kandi ubwo uzaba wahagurukiwe n'abo wigeze kwitabaza bakaguhinduka? Ni koko, uzafatwa n'ububabare, nk'uko bufata umugore uramutswe.

22Ubwo ujye unyuzamo wibaze uti «Ni kuki ibi bimbaho?» Ni ukubera ubwomanzi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bwawe, butuma bazamura ingutiya yawe, maze bakagukorera amarorerwa.

23Umwirabura ashobora se guhindura uruhu rwe, cyangwa urusamagwe rugahindura ubwoya bwarwo? Naho se mwebwe mumenyereye ikibi, mushobora se gukora icyiza?

24Ngiye kubanyanyagiza nk'isa y'ubwatsi mu muyaga wo mu butayu.

25Nguwo umugabane wawe, umunani ngukebeye uwo ni Uhoraho ubivuze — wowe unyibagirwa ugahitamo kwishuka.

26Dore ngiye guterera ingutiya yawe ku mutwe wawe, maze babone igitsina cyawe.

27Mbega ubusambanyi bwawe n'urusaku rwawe! Mbega ubwomanzi bwawe ngo buratera ishozi! Ku misozi no mu mirima, ndahabona imyanda yawe ! Yeruzalemu, uragowe wowe udashaka kwisukura ngo unkurikire. Ibyo se bizahereza he?

## Yeremiya 14

### Isengesho rya Yeremiya mu gihe cy'amapfa

1Dore ijambo Uhoraho yabwiye Yeremiya ku byerekeye amapfa:

2Yuda iri mu cyunamo, imigi yayo irasenyutse, iri mu kababaro kandi yakangaranye, none induru izamutse ituruka i Yeruzalemu.

3Abatware barahatira rubanda rugufi kuvoma amazi: rwagera ku bidendezi rugasanga byarakamye, rukagaruka rufite isoni, rwumiwe kandi rwashobewe, ibivomesho birimo ubusa.

4Ubutaka bwiyashije imitutu kubera kubura imvura, abaturage barumiwe, barashoberwa.

5Mu gasozi, imparakazi irabyara umwana, ikamuta aho kubera kubura urwuri rutoshye.

6Indogobe zirahagarara ku mpinga z'imisozi, zikareha umwuka nk'imbwebwe, amaso yazo akananizwa no gushakisha ubwatsi butakibaho. (Rubanda:)

7Niba ibyaha byacu bidushinja, Uhoraho, gira icyo ukora uheshe izina ryawe ikuzo! Ni koko, ntidusiba kukwihakana, imbere yawe turi abanyabyaha.

8Mizero ya Israheli, wowe ukiza mu gihe cy'amagorwa, ni kuki wakwitwara nk'umunyamahanga mu gihugu, cyangwa umugenzi ushaka icumbi?

9Ni kuki wakwitwara nk'umuntu wakangaranye, cyangwa intwari itagishoboye gukiza? Nyamara ariko, Uhoraho, uri muri twe rwagati, twitiriwe izina ryawe: sigaho kudutererana.

10Uhoraho abwiye atya uwo muryango: Koko bakunda kubungera, ntibitondere ingendo zabo. Kubera ko badashimisha Uhoraho, ubu arabibutsa ububi bwabo,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

akabahanira amakosa yabo.

11Uhoraho arambwira ati «Ntiwirirwe utakambira uyu muryango, cyangwa ngo uwifurize amahirwe!

12N'iyo basiba, sinakumva amaganya yabo, n'iyo bantura ibitambo bitwikwa n'andi maturo, nta bwo byanshimisha. Nzabatsembesha inkota, inzara n'icyorezo.»

13Nuko ndavuga nti «Ariko rero, Nyagasani Mana, dore uko abahanuzi bababwira: Ntimuzigera mubona inkota, kandi inzara ntizabatungura; kuko aha hantu nzahababahera amahoro y'umudendezo.»

14Uhoraho aransubiza ati «Ibyo abahanuzi bahanura mu izina ryanjye ni ibinyoma. Sinabohereje, nta cyo nigeze mbategeka, nta n'ubwo nigeze mbavugisha. Ubuhanuzi bwabo ni amabonekerwa y'ibinyoma, ni ubupfumu, amateshwa n'amahomvu bitagira shinge.

15Ni yo mpamvu Uhoraho avuze atya: Abo bahanuzi bahanura mu izina ryanjye ntarabohereje, n'ubwo babeshya ko inkota n'inzara bitazatungura iki gihugu, ahubwo ni bo inkota n'inzara bizatsemba.

16Abantu bahanuriwe na bo, bazararikwa mu mayira ya Yeruzalemu bazize inzara n'inkota. Nta muntu n'umwe bazabona wo kubahamba, ari bo ubwabo, abagore babo, abahungu babo n'abakobwa babo. Bityo nzabacubanurireho ntyo ubugome bwabo.»

17Uzababwire aya magambo, uti «Amaso yanjye ahongoboka amarira adakama umunsi n'ijoro, kuko icyago gikomeye cyavunaguye umukobwa w'isugi, umuryango wanjye ukaba washegeshwe n'intikuro idakira.

18Ngana mu mirima nkahasanga abishwe n'inkota, nagaruka mu mugi ngahura n'abahonyorwa n'inzara. Abahanuzi n'abaherezabitambo barazenguruka igihugu, ariko ntibasobanukirwe.»

(Rubanda:)

19Waba se waratereranye Yuda, Siyoni ukaba warayizinutswe? Ni kuki uduteza ibyago bidakira? Twari twiringiye amahoro, none nta n'icyiza tubona, igihe twari gukira, ahubwo dutashywe n'ubwoba!

20Uhoraho, tuzi neza ububi bwacu, ndetse n'ubuhemu bw'abasekuruza bacu; ni byo koko, twagucumuyeho.

21Girira icyubahiro cy'izina ryawe, maze woye kutugaya, wisuzuguza intebe y'ikuzo ryawe! Ibuka isezerano watugiriye, maze ureke kuryirengagiza!

22Mu bigirwamana by'amahanga se, hari na kimwe kigusha imvura? Ijuru se ni ryo ubwaryo rigusha imvura y'umuvumbi? Si wowe se Uhoraho, Imana yacu? Turakwiringiye rero, kuko ari wowe ukora ibyo byose.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Yeremiya 15

### Umuryango w'Imana ucirwa urubanza burundu

1Uhoraho arambwira ati «Kabone n'aho Musa na Samweli baba bampagaze imbere,
nta bwo nagirira impuhwe bariya bantu. Bankure imbere bamvire aha!

2Nibakubaza bati 'None se ubu tujye he?', uzabasubize uti 'Uhoraho avuze atya:
abagenewe gupfa, bazapfa! abagenewe kwicishwa inkota, bazazira inkota!
abagenewe kwicwa n'inzara, bazazira inzara! abagenewe kujyanwa bunyago,
bazajyanwa bunyago!

3Mbateganyirije ibi bintu bine — uwo ni Uhoraho ubivuze —: inkota izabica, imbwa
zizabakurubana, inyoni zo mu kirere n'ibisimba byo mu ishyamba bizabatanyagura,
bibatsembe.

4Nzabatangaho urugero ruzakangaranya ibihugu byose byo ku isi kubera ibyo
Manase mwene Hezekiya, umwami wa Yuda, yakoreye muri Yeruzalemu byose.»

### Nta mbabazi zizongera kubaho

5Yeruzalemu, ni nde wakugirira impuhwe, ni nde ugufitiye umutima ukwitayeho, ni
nde wakwitera umwanya abaririza uko umerewe?

6Ni wowe wanyanze, untera umugongo. Uwo ni Uhoraho ubivuze! Nakuramburiyeho
ikiganza ngo nkurimbure, kuko narambiwe guhora nkugirira imbabazi!

7Nabagoshoje intara, mbatatanyiriza mu midugudu yo mu gihugu. Umuryango
wanjye ndawutsemba, nywuvutsa abana, ariko ntiwahinduye imyifatire.

8Nagwije umubare w'abapfakazi, baruta ubwinshi umusenyi wo ku nkombe
z'inyanja. Ku manywa y'ihangu, nazanye umurimbuzi, atera nyina w'umusore
w'indwanyi, namuguye gitumo mugusha mu gihirahiro.

9Uwabyaye abahungu barindwi yacitse intege, arahumekana impumu. Izuba rye
ryarenze amanywa ava; yakozwe n'isoni, aramwaragurika. Ibyo bari basigaranye,
ngiye kubigabiza inkota n'ibitero by'abanzi babo. Uwo ni Uhoraho ubivuze!

### Yeremiya yinuba, Imana ikamuhumuriza

(Yeremiya:)

10Mbega ibyago, mawe, kubona warambyaye! None nkaba ndi umuntu igihugu cyose
kinubira, kikanamvuguruza. Nta we nigeze nguza cyangwa ngo mugurize, ariko bose
baramvuma!

11Mu by'ukuri, Uhoraho, ese sinagukoreye uko nshoboye? Ese sinakwinginze mu gihe
cy'ibyago n'amakuba? Ni wowe ubizi!

(Uhoraho:)

12Icyuma giturutse mu majyaruguru, cyangwa umuringa, hari ikindi cyuma se

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

cyashobora kubicamo kabiri?

13Ubukungu bwawe n'umutungo wawe, Yuda, byose mbigabije ababisahura. Icyo ni
cyo gihembo cy'ibyaha byawe wakwije mu gihugu cyawe.

14Nzakugira umucakara w'abanzi bawe mu gihugu utazi. Umuriro w'uburakari
bwanjye uragurumanye, ugiye kubatwika.

(Yeremiya:)

15Uhoraho, nyibuka, unyiteho, maze umporere abantoteza; sinzarinde gupfa nzize
ubwihangane bwawe. Ubimenye neza ko nihanganira ibitutsi kubera wowe.

16Iyo numvise amagambo yawe, ndayamira: ijambo ryawe ryaranyuze, rinsendereza
umunezero. Nitiriwe izina ryawe, Uhoraho Imana, Umugaba w'ingabo.

17Sinshakira ibyishimo byanjye gushyikirana n'abikinira; ikiganza cyawe kintegeka
kubitarura kuko wantegetse kuvugana ubukana.

18Kuki akababaro kanjye kambayeho akaramata, igikomere cyanjye ntigikire,
kikananira imiti? Rwose wambereye nk'isoko idashobora kwizerwa, ntigire amazi
igihe cyose.

(Uhoraho:)

19None rero, Uhoraho avuze atya: Nungarukira ari jye ukugaruye, uzampagarara
imbere. Nuvuga amagambo ashyira mu gaciro, ukareka amahomvu, umunwa wawe
uzaba uwanjye. Bazakugarukira, ariko wowe ntugomba kubasanga.

20Imbere y'abo bantu, nkugize nk'inkike ikomeye y'umuringa. Bazakurwanya, ariko
nta cyo bazagukoraho; humura turi kumwe, ndagutabara kandi nkurenganure. Uwo
ni Uhoraho ubivuze!

21Ndakuvana mu kiganza cy'abagome, nkugobotore mu nzara z'abanyarugomo.

## Yeremiya 16

### Yeremiya azaba mu bwigunge, ntazashaka

1Uhoraho arambwira ati

2«Ntuzashaka umugore, nta muhungu cyangwa umukobwa uzabyarira aha hantu.

3Koko rero, Uhoraho avuze atya ku byerekeye abahungu n'abakobwa bazavukira aha
hantu, kuri ba nyina na ba se bazababyarira muri iki gihugu:

4Bazamarwa n'inzara, ntibazaririrwa cyangwa ngo bahambwe; bazahinduka
ifumbire y'ubutaka. Bazarimburwa n'inkota n'inzara; intumbi zabo zizaribwa
n'inyoni zo mu kirere, n'inyamaswa zo mu ishyamba.

5Koko rero, Uhoraho avuze atya: Ntuzinjire mu nzu ikoraniwemo n'abari mu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

cyunamo, ntuzajye mu mihango y'ihamba, kandi bariya bantu ntuzigere ubaririra, kuko uriya muryango nywunyaze amahoro nawuhaye, hamwe n'ubudahemuka n'impuhwe nari nywufitiye. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

6Muri iki gihugu, abakuru n'abato bazapfa; ntibazahambwa cyangwa ngo baririrwe, nta n'uzabiraburira ngo yirasage cyangwa yiyogosheshe.

7Nta wuzamanyura umugati ngo ahe uri mu cyunamo kugira ngo amukomeze mu kababaro k'uwe wapfuye; yaba yapfushije se cyangwa nyina, nta n'uzamutura inkongoro y'ikiyagano.

8Uramenye ntuzinjire no mu nzu bakoreyemo ibirori kugira ngo wicarane na bo, musangire ibiryo n'inzoga.

9Koko rero, Uhoraho Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli, avuze atya: Kuva ubu namwe mubyirebera, aha hantu ngiye kuhacubya urusaku rw'ibyishimo, amagambo y'umunezero, ndetse n'indirimbo y'umukwe n'imbyino y'umugeni.

10Numara kugeza kuri abo bantu aya magambo yose, maze bakakubaza bati 'Ni kuki Uhoraho yiyemeje kudutererereza icyago gikomeye gityo? Icyaha cyacu ni ikihe? Ni ikihe gicumuro twagiriye Uhoraho Imana yacu?',

11uzabasubize uti 'Impamvu ni uko abasokuruza banyu bantaye — uwo ni Uhoraho ubivuze — bakiruka inyuma y'ibigirwamana kugira ngo babikorere kandi babipfukamire. Jyewe barantaye, n'Itegeko ryanjye ntibarikomeza.

12Naho mwebwe, mwakoze nabi birengeje abasokuruza banyu. Buri wese muri mwe atsimbarara ku bubi bwe buteye ishozi, yanga kunyumva!

13Ni yo mpamvu nzabakura muri iki gihugu, mbarohe mu kindi mutazi, ndetse n'abasokuruza banyu batigeze bamenya. Aho nyine, muzakorera izindi mana umunsi n'ijoro, kuko ntazongera kubabababarira!'»

### Uhoraho azagarura Abayisraheli mu gihugu cyabo (reba 23,7–8)

14Igihe rero kiregereje — uwo ni Uhoraho ubivuze — maze ntibazongere kuvuga ngo «Uhoraho ni Nyir'ubuzima, we wakuye Abayisraheli mu gihugu cya Misiri!»

15ahubwo bazajye bavuga ngo «Uhoraho ni Nyir'ubuzima, we wakuye Abayisraheli mu gihugu cyo mu majyaruguru, no mu bindi byose yari yarabatatanyirijemo!» Ni byo koko, nzabagarura mu gihugu nari narahaye abasekuruza babo.

### Abagome bose bazafatwa

16Nzohereza imbaga y'abarobyi — uwo ni Uhoraho ubivuze — maze bazabarobe; nzohereze kandi imbaga y'abahigi, bazabahige ku misozi yose no ku tununga twose, bagere no mu masenga yo mu bitare.

17Amaso yanjye aritegereza imyifatire yabo yose, nta kincika. Ubugome bwabo ntibushobora kwihisha amaso yanjye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[18]Nzabanza mbaryoze incuro ebyiri ibyaha byabo n'ibicumuro byabo; kuko igihugu cyanjye bagihindanyishije ibigirwamana byabo na byo bitibereyeho, maze umurage wanjye bakawuzuza ibiterashozi byabo.

### Imana y'ukuri izemerwa na bose

[19]Uhoraho, uri imbaraga zanjye, ubwikingo bwanjye, n'ubuhungiro bwanjye igihe cy'amakuba; ni wowe amahanga aturutse mu mpera z'isi azaza asanga, avuga ati «Ibyo abasokuruza bacu begukanyeho umugabane, ni ibinyoma, n'amanjwe adafite akamaro.

[20]Umuntu yashobora kwiremera Imana ate, kandi na we ubwe atari imana?»

[21]Ubu noneho ngiye kubaha ubumenyi: nzabereka ububasha bw'ikiganza cyanjye; bityo bazamenyereho ko izina ryanjye ari «Uhoraho».

## Yeremiya 17

### Icyaha kitazasibangana cy'umuryango wa Yuda

[1]Icyaha cya Yuda cyandikishijwe ikaramu y'icyuma ifite umusyi wa diyama; cyanditswe mu mitima yabo no ku mahembe y'intambiro zabo,

[2]cyanditswe kuri za nkingi z'amabuye basenga, no ku biti bihora bitoshye byeguriwe imana zabo, biri mu mpinga z'imisozi cyangwa mu bibaya.

[3]Baturage ba Yuda mwe, ubukungahare bwanyu n'umutungo wanyu wose, nzabitegeza ababinyaga, kubera ibyaha mwakoreye mu masengero y'ahirengeye, aho ari hose, mu gihugu cyanyu.

[4]Muzanyagwa umurage nari narabahaye; nzabagira abacakara b'abanzi banyu mu gihugu mutazi, kuko mwatumye umuriro w'uburakari bwanjye ugurumana, ukazatwika ubuziraherezo.

### Umutekano utari wo n'umutekano nyakuri

[5]Uhoraho avuze atya: Aravumwe umuntu wiringira abandi bantu, kuko imbaraga zimurimo ziba ari iz'umubiri, umutima we ukirengagiza Uhoraho!

[6]Ameze nk'agati mu mayaga, katazigera gakura ngo kagare, kuko kibera ahantu hashyuhiranye mu butayu, mu butaka bw'urusekabuye budashobora guturwa.

[7]Arahirwa umuntu wiringira Uhoraho, kuko Uhoraho amubera ikiramiro.

[8]Ameze nk'igiti giteye ku nkombe y'amazi, kigashora imizi yacyo ku nkengero y'umugezi. Nta cyo cyumva iyo icyokere kije, amababi yacyo ahora atohagiye mu gihe cy'amapfa. Ntakigikangaranya kandi ntigihwema kurumbuka imbuto.

[9]Mu nda y'umuntu ni ho kure, kuruta ahandi hose; ni nde wacengera umutima we mubi ngo awuhane?


© 2012, Bible Society of Rwanda.

10Ni jye Uhoraho ucengera ibitekerezo, nkagenzura imitima, kandi ngahembera buri wese imyifatire ye, nkurikije imbuto z'ibikorwa bye.

11Nk'uko inkware irarira ayo itateye, n'uwakijijwe n'ubuhendanyi ni ko ameze; umukiro we umusiga mu bukwerere, amaherezo agahinduka igishushungwe.

12Intebe y'ikuzo iri mu ijuru kuva mu ntangiriro, ngiryo isengero ryacu.

13Uhoraho, mizero ya Israheli, abakwanga bazakorwa n'isoni, abakwihunza bazahanwa, kuko bihungije isoko y'amazi afutse, ari yo Uhoraho.

### Yeremiya asaba Imana kumushyigikira

14Uhoraho, numvura nzakira, nundokora nzabaho; kuko ari wowe shingiro ry'ikuzo ryanjye!

15Barambaza ngo «Ubu se ijambo ry'Uhoraho riri he? Ngaho niryigaragaze!»

16Jyewe sinateye mu ryawe ngo nkunde ntebutse amakuba, sinigeze nifuza umunsi w'icyorezo, wowe urabizi; iryamvuye mu kanwa, narivugiye imbere yawe.

17Wintera gukangarana, kandi ari wowe buhungiro bwanjye mu gihe cy'amakuba!

18Abantoteza, ni babe ari bo bakorwa n'isoni, aho kuba ari jyewe umwara! Ni babe ari bo bakangarana, aho kuba ari jyewe uhindagana! Baterereze umunsi w'amakuba, ubarimbuze icyago gikubye kabiri.

### «Nimwubahirize umunsi w'isabato»

19Uhoraho avuze atya: Genda uhagarare imbere y'irembo rya rubanda, abami ba Yuda binjiriramo bakanarisohokeramo, no ku marembo yose ya Yeruzalemu.

20Uzababwire uti «Nimwumve ijambo ry'Uhoraho, bami ba Yuda, bantu ba Yuda, baturage ba Yeruzalemu, namwe mwese mwinjirira muri aya marembo.

21Uhoraho avuze atya: Muririnde kuzana imitwaro ku munsi w'isabato, no kuyinjirana mu miryango ya Yeruzalemu.

22Ntimuzasohokane ngo mujyane imitwaro hanze y'amazu yanyu ku munsi w'isabato, ntimuzagire umurimo n'umwe mukora, ahubwo muzatagatifuze umunsi w'isabato nk'uko nabitegetse abasokuruza banyu.

23Bo nyine banze kunyumva, ntibantega amatwi; banshinganye ijosi, banga kumva no kwakira inyigisho.

24Mwebwe rero nimunyumva — uwo ni Uhoraho ubivuze — ku munsi w'isabato mukirinda kwinjirana imitwaro mu marembo y'uyu mugi, mugatagatifuza umunsi w'isabato ntimugire umurimo uwo ari wo wose mukora,

25ni bwo abami bicaye ku ntebe ya Dawudi bazinjirira mu marembo y'uyu mugi bashagawe n'abatware babo. Abo bami bazinjira bari mu magari y'intambara no ku

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mafarasi, bashagawe n'abatware babo, n'abantu ba Yuda n'abaturage ba Yeruzalemu, maze uyu mugi uzahore utuwe ubuziraherezo.

26Nuko mu migi ya Yuda n'ahakikije Yeruzalemu, mu gihugu cya Benyamini, mu karere k'imirambi n'ak'imisozi miremire no muri Negevu, hazaturuke abantu bazanywe no gutura ibitambo bitwikwa, n'iby'ubuhoro, bazose n'imibavu, kugira ngo bashimire Uhoraho mu Ngoro ye.

27Naho nimutanyumva ngo mutagatifuze umunsi w'isabato mwirinda kwikorera imitwaro no kuyinjirana mu marembo ya Yeruzalemu kuri uwo munsi w'isabato, ubwo kuri iyo miryango nyine nzahakongeza umuriro udateze kuzima, uzayogoze amazu meza y'i Yeruzalemu.

## Yeremiya 18

### Yeremiya ajya iw'umububumbyi

1Uhoraho abwira Yeremiya ati

2«Manuka bwangu ujye iw'umububumbyi, ni ho nzakubwirira amagambo yanjye.»

3Nuko ndamanuka njya iw'umububumbyi, nsanga ariho arabumba.

4Iyo yagiraga ibyago agacikwa n'icyo yabumbaga, yakoraga ikindi akurikije uburyo bw'umububumbyi w'umuhanga.

5Nuko Uhoraho arambwira ati

6«Bantu ba Israheli — uwo ni Uhoraho ubivuze — murakeka ko ntabagira nk'uko uriya mubumbyi abigenza? Bantu ba Israheli, muri mu kiganza cyanjye nk'ibumba riri mu kiganza cy'umububumbyi!

7Hari ubwo niyemeza kurandura, guhirika no kurimbura iki gihugu cyangwa iriya ngoma;

8ariko, icyo gihugu cyakwihana ubugome bwacyo nkisubiraho nkareka icyo cyago nari ngiye kugiteza.

9Hari n'ubwo niyemeza kubaka no gushinga iki gihugu cyangwa se iriya ngoma;

10ariko bakwanga kumva ijwi ryanjye, ahubwo bagakora ikibi nanga, nkisubiraho nkareka ibyiza nari niyemeje kubakorera.

11Noneho rero, ubwire abantu ba Yuda n'abaturage ba Yeruzalemu, uti 'Uhoraho avuze atya: Ndiho ndabategurira amakuba, kandi hari n'undi mugambi mbafitiye. Nimwihane rero imyifatire yanyu mibi, maze muvugurure imyifatire n'imigenzereze yanyu!

12Ariko bo baravuga bati 'N'iyo yagira ate, tuzakomeza imigambi yacu kandi buri muntu atsimbarare ku bubi bw'umutima we.'»


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Israheli yibagiwe umutegetsi wayo

13Ni yo mpamvu Uhoraho avuze atya: Muzabaririze mu mahanga muti «Hari uwaba yarigeze kumva ibintu nk'ibi?» Koko umwari wa Israheli yakoze amahano akabije!

14Hari ubwo se urubura rwo kuri Libani rwigeze rushonga, rugashira mu mpinga yayo? Cyangwa se amazi afutse amanuka ku misozi, hari ubwo yigeze akama?

15Nyamara umuryango wanjye wo, waranyibagiwe, utwikira imibavu ibidafite akamaro, bituma uteshuka inzira zawo, inzira za kera na kare, maze uyoboka amayira n'imihanda idatunganye.

16Uko ni ko bahinduye igihugu cyabo urw'amenyo, gihinduka ahantu hateye ubwoba; abahanyuze bose bakumirwa, bakazunguza umutwe.

17Nk'uko umuyaga w'iburasirazuba utumura umukungugu, ni ko nanjye nzabatatanyiriza imbere y'umwanzi; kandi umunsi bazaba batsinzwe nzabatera umugongo, aho kubereka uruhanga rwanjye.

### Yeremiya asabira ibihano abamugambanira

18Baravuga ngo «Nimuze dutegure imigambi mibi irwanya Yeremiya; kuko nitumara kumwigizayo, ntituzabura abandi baherezabitambo ngo batwigishe Itegeko ry'Imana, n'abasheshe akanguhe ngo batugire inama, cyangwa abahanuzi ngo batubwire ijambo ryayo. Nimuze, tumusarike tumusebya, twoye kwita ku magambo ye.»

19Uhoraho, ndakwinginze ngo untege amatwi, kandi wumve ibyo abandega bavuga.

20Ese inyiturano y'ineza ni inabi? Bo, barancukurira urwobo ngo ngwemo. Ibuka ukuntu naguhagaze imbere mbavuganira kugira ngo ubakureho uburakari bwawe.

21None rero, abana babo, bananguze inzara, unabarimbuze ubugi bw'inkota! Abagore babo ubacuze abana n'abagabo; abagabo na bo bicwe na nyamunsi, naho abasore barimburwe n'inkota ku rugamba!

22Iwabo hazacure imiborogo, igihe uzaba ubateje igitero kibatunguye, kuko banteze imitego ngo bamfate bayiteze aho nyura hose.

23Uhoraho, wowe uzi neza imigambi yabo mibi bangiriye. Ntubahanagureho icyaha cyabo, igicumuro cyabo ntigisibangane mu maso yawe. Nibadagadwe imbere yawe; igihe uzabarakarira uzabumvishe!

## Yeremiya 19

### Ikibindi cyajanjaguritse

1Uhoraho abwira Yeremiya ati «Genda ugure ikibindi, maze uhitemo bamwe mu bakuru b'umuryango no mu baherezabitambo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2Hanyuma uzasohokera mu kibaya cya Bene Hinomi, ku irembo ry'Injyo, maze uhatangarize amagambo ngiye kukubwira.

3Uzavuga uti 'Nimwumve ijambo ry'Uhoraho, bami ba Yuda namwe baturage ba Yeruzalemu. Uhoraho Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli avuze atya: Ngiye guterereza aha hantu icyago, ku buryo uzabyumva wese azumirwa.

4Kubera ko bantaye, bakanduza aha hantu bahatwikira ibitambo by'izindi mana batigeze bamenya, ari bo ubwabo, ari n'abasekuruza babo cyangwa abami ba Yuda; bahasendereje amaraso y'abana b'indacumura.

5Bubaka intambiro za Behali, kugira ngo bazazitwikireho abana babo, babatura Behali, kandi ibyo ntarigeze mbitegeka, ntarigeze mbivuga ndetse habe no kubitekereza!

6Noneho rero, igihe kirageze — uwo ni Uhoraho ubivuze — maze aha hantu hoye kuzongera kwitwa Tofeti cyangwa ikibaya cya Bene Hinomi, ahubwo hazitwe ikibaya cy'Urwicaniro.

7Nzahungabanya ubutegetsi bwa Yuda na Yeruzalemu, nzabamarisha inkota imbere y'abanzi babo. Nzabagabiza ikiganza cy'ababahigira maze mbagaburire ibisiga n'ibikoko byo mu ishyamba.

8Uyu mugi nzawuhindura ahantu hateye ubwoba, uzawunyura hafi azumirwe, kandi nabona iryo tongo na we acure imiborogo iteye ubwoba.

9Nzabagaburira abahungu babo n'abakobwa babo; bazasubiranamo baryane, biturutse ku gahinda n'umubabaro bazaterwa n'abanzi babo bashaka kubarimbura.'

10Hanyuma uzajanjagurire cya kibindi mu maso y'abazaba baguherekeje,

11maze ubabwire uti 'Uhoraho Umugaba w'ingabo avuze atya: Nzarimbura uyu muryango n'uyu mugi, nk'uko bajanjagura ikibindi cy'umubumbyi nticyongere gusanwa ukundi. I Tofeti na ho hazahinduka irimbi, kuko aho bahambaga hazaba hababanye hato.

12Nguko uko nzagira aha hantu n'abahatuye — uwo ni Uhoraho ubivuze — ngahindura uyu mugi nka Tofeti.

13Bazahumanya amazu y'i Yeruzalemu n'ay'abami ba Yuda, ahinduke nka Tofeti; ni koko ayo mazu yose batwikiraho ibitambo basenga ibinyarumuri byo mu kirere, bakanayamishaho ibitambo biseswa baramya izindi mana, azahumana uko angana.'»

14Yeremiya yavuye i Tofeti aho Uhoraho yari yamwohereje guhanura, ahagarara mu kibuga cy'Ingoro y'Uhoraho, maze abwira umuryango wose, ati

15«Uhoraho Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli avuze atya: Ngiye guteza muri uyu mugi no mu yindi yose iwukikije, ibyago byose nawuteganyirije kuko banshinganye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ijosi, banga kumva amagambo yanjye.»

## Yeremiya 20

### Yeremiya azirikwa ku nkomanizo z'umuryango

1Umuherezabitambo Pashuri mwene Imeri akaba n'umutware w'Ingoro y'Uhoraho, yumva Yeremiya ahanura ibyo byose.

2Pashuri akubita umuhanuzi Yeremiya, amubohera ku nkomanizo z'umuryango wa ruguru wa Benyamini, ari wo w'Ingoro y'Uhoraho.

3Bukeye, Pashuri aje kumubohoza, Yeremiya aramubwira ati «Uhoraho ntakikwita Pashuri, ahubwo akwise 'Iterabwoba hose'.

4Koko rero, Uhoraho avuze atya: Wowe n'incuti zawe zose, kuva ubu ngiye kubahindura ibishushungwe; bazarimburwa n'inkota y'abanzi babo, naho wowe uzabibere umuhamya! Abantu ba Yuda, nzabagabiza umwami w'i Babiloni, abajyane bunyago cyangwa abicishe inkota.

5Ibyahunitswe muri uyu mugi byose, ibyo baruhiye byose, ibintu byose by'agaciro batunze, umutungo wose w'abami ba Yuda, byose nzabigabiza abanzi babo babisahure, maze babijyane i Babiloni.

6Naho wowe Pashuri, n'ababa mu rugo rwawe bose, muzajyanwa muri imbohe; ujye i Babiloni, abe ari ho uzapfira. Ni ho uzahambwa, wowe n'incuti zawe zose wahanuriye ibinyoma.»

### Yeremiya yerurira Imana ko ananiwe

7Uhoraho, wantwaye umutima, nanjye nemera gutwarwa. Warangwatiriye, maze undusha amaboko. Umunsi wose nahindutse urw'amenyo, bose bangize iciro ry'imigani.

8Igihe cyose ngize ngo ndavuze, ngomba kurangurura ijwi, nkamagana ububisha n'ubusahuzi. Ijambo ry'Uhoraho ryambereye impamvu yo gutukwa no kunnyegwa umunsi wose.

9Ubwo nkibwira nti «Sinzongera kumucisha mu ijwi kandi sinzasubira kuvuga mu izina rye», ariko mu mutima wanjye risa n'umuriro utwika uvumbitse mu magufa yanjye; nkagerageza kwipfukirana, ariko simbishobore.

10Numvise imigambi y'ubugome bwa rubanda, iterabwoba impande zose ngo «Nimumushinje, natwe tumushinje!» Abahoze ari incuti zanjye, bari barekereje ko nagwa, bati «Wenda ahari yashukika tukamubona uburyo, tukamwihimura.»

11Cyakora Uhoraho ari kumwe nanjye, ak'intwari idahangarwa; abanzi banjye ni bo bagiye kudandabirana, batsindwe. Bazakorwa n'ikimwaro cy'uko batsinzwe; bazahorane ikimwaro iteka, ubutazabyibagirwa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[12]Uhoraho Imana, Umugaba w'ingabo, ni wowe uzi imibereho y'intungane, ugasuzuma umutima n'ibitekerezo bye, nzareba ukuntu uzabantsindira kuko ari wowe naragije akaga kanjye.

[13]Nimuririmbire Uhoraho, mumusingize, kuko yaruye ubugingo bw'umuzigirizwa mu minwe y'abagiranabi.

[14]Uragatsindwa umunsi navutseho! Umunsi mama yambyayeho, urakabura umugisha!

[15]Aragatsindwa uwagiye kubwira data, ngo «Wabyaye umwana w'umuhungu», agasabwa atyo n'ibyishimo.

[16]Uwo muntu arakaba aka ya migi, Uhoraho yoretse nta cyo yikanga; ahore yumva induru ya mu gitondo n'urwamo rw'intambara ku manywa y'ihangu.

[17]Yanze kunyicira mu nda ya mama; ubwo mama yari kumbera imva, nkamurigitiramo ubuziraherezo.

[18]Ubu se koko mama yaba yarambyariye iki kugira ngo nicwe n'ishavu n'agahinda, iminsi y'ubugingo bwanjye iherekezwe n'ikimwaro?

## Yeremiya 21

### Igisubizo Uhoraho yahaye umwami Sedekiya

[1]Dore ijambo Uhoraho yabwiye Yeremiya, igihe umwami Sedekiya amutumyeho Pashuri mwene Malikiya, n'umuherezabitambo Sefaniya mwene Maseya, ngo bamubwire bati

[2]«Tubarize Uhoraho kuko Nebukadinetsari, umwami w'i Babiloni, ariho aturwanya; wenda ahari Uhoraho yakongera akadukorera ibitangaza maze akamumenesha.»

[3]Yeremiya yarabashubije ati

[4]«Dore uko muzabwira Sedekiya: Uhoraho Imana ya Israheli avuze atya: Intwari ziri inyuma y'inkike ziharwanyiriza umwami w'i Babiloni n'Abakalideya babateye, nzazigarura nziteranyirize muri uyu mugi rwagati.

[5]Ni jye ubwanjye uzabarwanya nkoresheje imbaraga n'umurego by'ukuboko kwanjye, mbigirane uburakari, umujinya n'impirita nyinshi.

[6]Nzatsemba abatuye uyu mugi bose, ari abantu ari n'amatungo; bazicwa n'icyorezo cy'ingutu.

[7]Nyuma y'ibyo — uwo ni Uhoraho ubivuze — Sedekiya umwami wa Yuda, abagaragu be n'abantu bose bo muri uyu mugi bazaba bararokotse icyo cyorezo, inkota n'inzara; nzabegurira mu biganza by'umwami w'i Babiloni, iby'abanzi babo n'iby'abandi bose babahigira; bazabarimbura bashirire ku icumu, nta kubagirira impuhwe cyangwa


© 2012, Bible Society of Rwanda.

imbabazi.

8Naho uwo muryango, uzawubwire uti 'Uhoraho avuze atya: Ngiye kubahitishamo
ubuzima n'urupfu.

9Uzaguma muri uyu mugi azicwa n'inkota, inzara n'icyorezo; naho uzawuvamo
agasanga Abakalideya babagose, azabaho maze nibura yishimire ko yarokotse.

10Ni koko, ubu ngiye guhindukirana uyu mugi, nywugirire nabi aho kuwugirira neza
— uwo ni Uhoraho ubivuze — uzagabizwe umwami w'i Babiloni, awutwike.'»

### Ubutumwa bwohererejwe umuryango w'umwami wa Yuda

11Muryango w'umwami wa Yuda, nimwumve ijambo ry'Uhoraho!

12Muryango wa Dawudi, Uhoraho avuze atya: Buri gitondo mujye muca imanza
zitabera, uryamirwa mumukize ingoyi y'umurenganya! Naho ubundi uburakari
bwanjye buzagurumana nk'umuriro, utwike ku buryo nta n'umwe ushobora
kuwuzimya kubera ibikorwa byanyu byuzuye ubugome.

13Ubu noneho ngiye kukwibasira, wowe utuye mu kibaya no ku rutare rwo mu gisiza
— uwo ni Uhoraho ubivuze — mwe mugira muti «Ni nde uzaza kudutera, maze
agacengera mu bwibereko bwacu?»

14Nzabahagurukira, mbahane nkurikije ibikorwa byanyu — uwo ni Uhoraho ubivuze
—. Nzakongeza umuriro mu ishyamba rye, maze utsembe ibirikikije byose.

## Yeremiya 22

1Uhoraho avuze atya: Manuka ujye mu rugo rw'umwami wa Yuda, uhavugire aya
magambo uti

2«Mwami wa Yuda uganje ku ntebe ya Dawudi, umva ijambo ry'Uhoraho, wowe
n'abagaragu bawe, n'abantu bawe bose banyura muri aya marembo!

3Uhoraho aravuze ngo: Nimuharanire ubutabera n'ubutungane, uryamirwa
mumukize ingoyi y'umurenganya, ntimukagire uwo mukandamiza cyangwa ngo
mugirire nabi umunyamahanga, imfubyi n'umupfakazi; muzirinde kumena aha
hantu amaraso y'indacumura.

4Koko rero nimugenza mutyo, muri aya marembo hazakimbagira abami baganje ku
ntebe ya Yuda, bari ku magari y'intambara n'amafarasi, bashagawe n'abagaragu babo
n'imbaga yabo.

5Naho rero nimutumva ayo magambo, ndabirahiye ubwanjye — uwo ni Uhoraho
ubivuze — uru rugo nzaruhindura itongo.»

6Koko rero Uhoraho avuze atya ku rugo rw'umwami wa Yuda: N'ubwo umereye nka
Gilihadi, ukaba umeze nk'impinga y'umusozi wa Libani, sinzashidikanya
kuguhindura ubutayu, nk'imigi idatuwe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7Nzagutumaho abakurimbura, buri muntu yitwaje intwaro ze, amasederi yawe meza
bayateme, maze bayarohe mu muriro.

8Abanyamahanga bose nibanyura hafi y'uyu mugi, bazajye babwirana bati «Ni kuki
Uhoraho yagenjereje atya uyu mugi wari ukomeye?»

9Nuko bazabasubize bati «Ni ukubera ko batubahirije Isezerano ry'Uhoraho Imana
yabo, bagapfukamira ibigirwamana, kandi bakabikorera.»

### Ibya Shalumi mwene Yoziya

10Mwiririra uwapfuye cyangwa ngo mumugire mu cyunamo! Ahubwo nimuririre
ugiye, kuko atazongera kubona ukundi igihugu cye kavukire.

11Koko rero, Uhoraho avuze atya kuri Shalumi mwene Yoziya, umwami wa Yuda,
wari warazunguye se ku ngoma none akaba amaze kuva muri iki gihugu:
Ntazakigarukamo ukundi,

12kuko azagwa aho bamujyanye bunyago; naho iki gihugu ntazongere kukibona
ukundi.

### Ibya Yoyakimu , undi mwami wazunguye Yoziya

13Aragowe uwubaka inzu ye adakurikiza ubutabera, akagerekeranya amagorofa
yayo atita ku butungane, agakoresha abandi ku busa, ntabahe igihembo,

14ahubwo akavuga ngo «Ndiyubakira inzu nini y'amagorofa magari», maze
akayicamo amadirishya, akayisakaza amasederi, kandi akayisiga irangi ritukura!

15Urakeka ko kwitandukanya n'abandi usakaza amasederi, ari byo bizatuma ubwami
bwawe bukomera? So yararyaga, akanywa, ariko agaharanira ubutabera
n'ubutungane, kandi byaramuhiriye!

16Yarwanaga ku muntu w'insuzugurwa cyangwa uw'umukene, bimuviramo ihirwe!
Utabigenza atyo se, yaba anzi ate? Uwo ni Uhoraho ubivuze.

17Amaso n'umutima byawe birarikiye inyungu gusa, icyawe ni ukumena amaraso
y'indacumura, ukabikorana ubuhubutsi n'ubunyamaswa.

18None rero Uhoraho avuze atya, kuri Yoyakimu mwene Yoziya, umwami wa Yuda:
Ntihazagire umuririra avuga ngo «Bavandimwe, mbega ibyago! Bashiki banjye,
mbega ishyano!» Ntihazagire rwose umuririra, avuga ngo «Mbega ibyago, databuja!
Mbega ibyago, nyakubahwa!»

19Azahambwa nk'uko bazika indogobe! Bazamukurubana, bamujugunye kure
y'amarembo ya Yeruzalemu!

### Yeruzalemu izakorwa n'isoni

20Zamuka ujye muri Libani utere hejuru, urangurure ijwi muri Bashani; mbese
ahantu hose uhacure imiborogo, kuko abakunzi bawe bose nabatsembye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

21Narakuvugishije igihe wari umerewe neza, uransubiza ngo: Ndacurangira abahetsi! Ibyo ni byo wakoze kuva mu buto bwawe, nta bwo wigeze wumva ijwi ryanjye!

22Abashumba bawe bose umuyaga uzababungereza, kandi abakunzi bawe bazajyanwe bunyago. Koko rero, ikimwaro n'umugayo bizakomaho, kubera ubugome bwawe bwose.

23Wowe utuye muri Libani, ukagira inzu yawe mu masederi hagati, mbega ukuntu uzaboroga nuhura n'imibabaro, n'ibise nk'iby'umugore uramutswe!

### Ibya Koniyahu mwene Yoyakimu

24Ndabirahiye ubwanjye — uwo ni Uhoraho ubivuze — kabone n'iyo Koniyahu mwene Yoyakimu, umwami wa Yuda, yaba ari nk'impeta nambaye ku kiganza cyanjye cy'iburyo, nayikuraho.

25Ni koko, nzakugabiza abaguhigira kandi utinya, ari bo Nebukadinetsari, umwami w'i Babiloni, n'Abakalideya.

26Wowe na nyoko wakubyaye, nzabajugunya mu kindi gihugu mutavukiyemo; ni na ho muzagwa.

27Igihugu muzifuza kugarukamo, ntimuteze kuzagisubiramo ukundi!

28Ese Koniyahu uwo ntiyaba ari nk'ikibindi cyamenetse, cyangwa icyungo kitagikenewe? Ni kuki babajugunye we n'abana be, bakabata mu gihugu batazi?

29Gihugu cyanjye, rwose gihugu cyanjye, tega amatwi ijambo ry'Uhoraho:

30Uhoraho aravuze ngo «Muzandike kuri uwo muntu, muti 'Ni incike, ni umuntu utagize icyo yimarira mu buzima bwe.' Mu bana be, nta n'umwe uzicara ku ntebe ya Dawudi, ngo aganze ku butegetsi muri Yuda.»

## Yeremiya 23

### Abashumba babi bazasimburwa n'umwami ukiza

1Baragowe abashumba batererana ubushyo bwanjye bukagwa mu rwuri! Uwo ni Uhoraho ubivuze.

2None rero, Uhoraho Imana ya Israheli avuze atya ku bashumba baragiye umuryango wanjye: Ni mwebwe mwatereranye ubushyo bwanjye, murabutatanya, ntimwabwitaho. Nyamara ariko jyewe — uwo ni Uhoraho ubivuze — ngiye kubahagurukira, mbahanire ubugome bwanyu!

3Jyewe nzakoranya ayarokotse mu mashyo yanjye, nyavane mu bihugu byose nayatatanyirijemo, nyagarure mu biraro byayo, maze yororoke.

4Nzayashinga abashumba bayaragire; kuva ubwo ntazongera kugira ubwoba


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

cyangwa ngo akangarane, kandi nta na rimwe muri yo rizongera kuzimira — uwo ni Uhoraho ubivuze.

5Igihe kiregereje — uwo ni Uhoraho ubivuze — maze nzagoborere Dawudi umumero, umwuzukuruza w'indahemuka; azaza ari umwami ufite ubushishozi, kandi uharanira ubutabera n'ubutungane mu gihugu.

6Ku ngoma ye, Yuda izarokorwa, maze Israheli iture mu mutekano. Izina azitwa ni iri «Uhoraho ni we butabera bwacu.»

7Ni koko, igihe kiregereje — uwo ni Uhoraho ubivuze — maze boye kuzongera kuvuga ngo «Uhoraho ni Nyir'ubuzima, we wakuye Abayisraheli mu gihugu cya Misiri»,

8ahubwo bajye bagira bati «Uhoraho ni Nyir'ubuzima, we wakuye urubyaro rw'Abayisraheli mu gihugu cyo mu majyaruguru no mu bindi byose yari yarabatatanyirijemo, kugira ngo abatuze ku butaka bwabo.»

### Abahanuzi n'abaherezabitambo batabikwiye

9Ku byerekeye abahanuzi: Nashengutse umutima, ndatengurwa ingingo zose; nahindutse nk'umusinzi, boshye umuntu wishwe na divayi, kubera Uhoraho n'amagambo ye matagatifu.

10Mu gihugu, bose ni abasambanyi; igihugu cyose kiri mu cyunamo, kandi cyuzuye imivumo; none inzuri zo mu butayu zagwengeye; nta kindi kibashishikaje uretse ikibi, n'umwete wo gusenya.

11Abahanuzi n'abaherezabitambo barahumanye uwo ni Uhoraho ubivuze — bigera n'aho nsanga ubugome bwabo mu ngoro yanjye.

12None rero, inzira yabo izazamo ubunyereri, bazimirire mu mwijima, maze bahagwe. Umwaka wo kubiryozwa nugera, nzabaterereza amakuba — uwo ni Uhoraho ubivuze!

13Mu bahanuzi bo muri Samariya nahabonye ibintu biteye ishozi: bahanura mu izina rya Behali, bakayobya umuryango wanjye Israheli.

14Ariko mu bahanuzi b'i Yeruzalemu, ho nahabonye amahano arushijeho: bohotse mu busambanyi, batsimbarara ku kinyoma kandi bashyigikira abagizi ba nabi, ku buryo nta n'umwe ushobora kuzibukira ubugome bwe. Bose bambereye nk'abantu ba Sodoma, abaturage ba Yeruzalemu bameze nk'ab'i Gomora.

15Ni yo mpamvu Uhoraho, Umugaba w'ingabo, avuze atya kuri abo bahanuzi: Ngiye kubagaburira ibamba, mbuhire amazi aroze, kuko mu baherezabitambo b'i Yeruzalemu, ari ho haturuka ubugome bwanduza igihugu cyose.

16Uhoraho, Umugaba w'ingabo, avuze atya: Nimwime amatwi amagambo y'ibinyoma; abo bahanuzi bahanura! Babigisha ibyo umutima wabo wihimbiye, nta


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bwo bituruka mu kanwa k'Uhoraho.

17Batinyuka kubwira abasuzugura ijambo ry'Uhoraho, ngo «Mwebwe byose bizabahira!» Naho umuntu wese ukomeje kunangira umutima, bakamubwira ngo «Nta cyago kizagutera!»

18Ese hari uwigeze ajya mu nama y'Uhoraho, ngo yitegereze kandi yumve ijambo rye? Ni nde witondeye ijambo rye maze akaryumva?

19Nguwo umuhengeri w'Uhoraho, uburakari bwe buragurumanye, umuyaga w'ishuheri uriho urahuhera ku mitwe y'abanyabyaha.

20Uburakari bw'Uhoraho ntibuzashira mbere y'uko asohoza umugambi yiyemeje: muzabisobanukirwa neza mu minsi iri imbere!

21Bariya bahanuzi sinigeze mbatuma, ariko bariruka hose! Sinigeze mvugana na bo, ariko barahanura!

22Iyo baba mu nama yanjye, bari kugeza ku muryango wanjye amagambo nivugiye, bakabatoza kuzibukira imyifatire yabo mibi n'ibikorwa byabo by'ubugome!

### Uhoraho aba hose, ku isi no mu ijuru

23Ese naba ndi Imana y'abandi bugufi gusa?uwo ni Uhoraho ubivuze — maze abandi kure simbabere Imana?

24Ubwo se umuntu yashobora kwihisha ahiherereye uwo ni Uhoraho ubivuze — maze jye simubone? Ni ko se, si jye wuzuye ijuru n'isi? Uwo ni Uhoraho ubivuze!

### Amahomvu y'abahanuzi n'ijambo ry'Imana

25Numvise uburyo abahanuzi bahanura ibinyoma mu izina ryanjye, bavuga ngo «Nabonekewe mu nzozi! Nabonekewe mu nzozi!»

26Ibyo bizagarukira he? Ubwo se abo bahanuzi bahanura ibinyoma bafite ubwenge buzima? Ibyo bahanura ni amahomvu bihimbiye!

27Iyo barotorerana izo nzozi zabo, baba bagamije kwibagiza izina ryanjye mu muryango wanjye, nk'uko abasekuruza baryibagiwe kubera Behali.

28Umuhanuzi warose, narotore inzozi ze, ariko ufite ijambo ryanjye, naritangaze uko rimeze! Ese umurama uhuriye he n'ingano? Uwo ni Uhoraho ubivuze.

29Ijambo ryanjye se ntirimeze nk'umuriro, cyangwa inyundo imenagura urutare?

30None rero, ngiye guhagurukira abo bahanuzi — uwo ni Uhoraho ubivuze — kuko bakingakingana amagambo yanjye.

31Nzahagurukira abo bahanuzi — uwo ni Uhoraho ubivuze — kuko bafite akarimi karyohereye ko kuvuga ibyabo.

32Ngiye guhagurukira abahanuzi barota inzozi zoshya — uwo ni Uhoraho ubivuze —

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bakazirotora, maze ibinyoma byabo n'amahomvu yabo akayobya umuryango wanjye. Jyewe sinabohereje kandi sinigeze ngira icyo mbasaba, nta cyo bamariye uriya muryango. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

33Nihagira umuntu wo mu muryango, yaba umuhanuzi cyangwa umuherezabitambo, wakubaza ngo «Umuzigo w'Uhoraho ni uwuhe?» uzamusubize uti «Ni mwebwe muzigo, kandi ngiye kubatererana — Uwo ni Uhoraho ubivuze!»

34Kandi nihagira umuhanuzi, umuherezabitambo, cyangwa undi wo mu muryango uvuga ngo «Mbega umuzigo uremereye Uhoraho yatugeretseho!» uwo muntu nzamwikoma hamwe n'urugo rwe.

35Dore rero ibyo muzajya mubwirana: «Uhoraho ashubije iki? Uhoraho atangaje iki?»

36Naho iryo jambo «Umuzigo w'Uhoraho», ntimuzongere kurihingutsa ukundi. Nta wundi muzigo wa buri muntu, uretse ijambo rye bwite, kuko muhindanya amagambo y'Imana nzima, Uhoraho Umugaba w'ingabo akaba n'Imana yacu.

37Dore ibyo uzabwira umuhanuzi: «Uhoraho agushubije iki? Uhoraho atangaje iki?»

38Ariko nimuvuga ngo «Umuzigo w'Uhoraho», kandi narababujije kuvuga mutyo,

39nzabikorera, maze mbajugunye kure yanjye, hamwe n'umugi nabahaye mwebwe n'abasekuruza banyu.

40Nzabambika ikimwaro ubuziraherezo; umugayo uzabokama, kandi ntibizibagirana.

## Yeremiya 24

### Ibitebo bibiri by'imbuto z'umutini

1Uhoraho yanyeretse ibitebo bibiri byuzuye imbuto z'umutini, biteretse imbere y'Ingoro ye. Ubwo hari nyuma y'uko Nebukadinetsari, umwami w'i Babiloni, yajyanaga bunyago Yekoniya mwene Yoyakimu, umwami wa Yuda, hamwe n'abatware ba Yuda, abacuzi n'abanyabukorikori, akabavana i Yeruzalemu abajyana i Babiloni.

2Igitebo kimwe cyarimo imbuto z'umutini nziza cyane zatanze izindi guhisha, ikindi kirimo imbuto mbi cyane ku buryo zitashoboraga kuribwa.

3Nuko Uhoraho arambaza ati «Yeremiya, urabona iki?» Ndasubiza nti «Ndabona imbuto z'umutini. Inziza zirasa neza cyane, naho imbi zirasa nabi cyane ku buryo zidashobora kuribwa.»

4Nuko Uhoraho arambwira ati

5«Uhoraho Imana ya Israheli avuze atya: Uko umuntu abona izi mbuto nziza z'umutini, ni na ko ndebana umutima ukeye abantu ba Yuda bajyanywe bunyago, nkaba narabirukanye aha hantu nkabajyana mu gihugu cy'Abakalideya.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6 Mbarebana umutima ukeye, kandi nzabagarura muri iki gihugu; nzabubakira kandi
sinzongera kubatsemba ukundi; nzabakomeza, ubutazongera kubarimbura ukundi.

7 Nzabaha umutima wo kumenya, jyewe Uhoraho: bazambera umuryango, nanjye
mbabere Imana, kandi bazangarukira babikuye ku mutima.

8 Nyamara ariko, uko bagenza imbuto mbi z'umutini, imbuto mbi zigeze aho
zidashobora kuribwa — uwo ni Uhoraho ubivuze — ni ko nzagenzereza Sedekiya,
umwami wa Yuda, abatware be bose n'abasigaye muri Yeruzalemu bose, abasigaye
muri iki gihugu bose, hamwe n'abatuye mu gihugu cya Misiri bose.

9 Nzabagirira ibya mfura mbi, mbatangeho urugero ruzakangaranya ingoma zose zo
ku isi. Ahantu hose nzabatatanyiriza, bazaba iciro ry'imigani n'urw'amenyo,
babatuke kandi babahindure ruvumwa.

10 Nzabahuramo inkota, inzara n'icyorezo, kugeza ubwo bazashira mu gihugu
nabahaye, bo n'abasekuruza babo.»

## Yeremiya 25

### Ibikubiye mu nyigisho Yeremiya yatanze mu myaka makumyabirin'itatu

1 Dore ijambo ryabwiwe Yeremiya ryerekeye umuryango wa Yuda wose, mu mwaka
wa kane w'ingoma ya Yoyakimu mwene Yoziya, umwami wa Yuda. Ubwo kandi hari
mu mwaka wa mbere w'ingoma ya Nebukadinetsari, umwami w'i Babiloni.

2 Iryo jambo rero, umuhanuzi Yeremiya aritangariza abantu ba Yuda bose,
n'abaturage bose ba Yeruzalemu, agira ati

3 «Kuva mu mwaka wa cumi n'itatu w'ingoma ya Yoziya mwene Amoni, umwami wa
Yuda, kugeza aya magingo, ni ukuvuga igihe cy'imyaka makumyabiri n'itatu,
nashyikirijwe ijambo ry'Uhoraho nanjye ndibabwira ubutitsa, ariko mwe
ntimwanyumva.

4 Uhoraho ntiyahwemye kubohereza abagaragu be bose b'abahanuzi, ariko
ntimwabumva, ntimwirirwa mutega amatwi kugira ngo mubumve.

5 Uhoraho yarababwiye ati 'Nimwihane imyifatire yanyu mibi n'ibikorwa byanyu
by'ubugome, bityo muzatura mu gihugu Uhoraho yabahaye kuva kera na kare,
mwebwe n'abasekuruza banyu.

6 Ntimukiruke inyuma y'ibigirwamana kugira ngo mubikorere cyangwa
mubipfukamire, nimureke kundakaza mukora nabi, nanjye sinzabakura.'

7 Ariko nta bwo mwumvise — uwo ni Uhoraho ubivuze — ahubwo mwarandakaje,
ari na byo byago byanyu, mukomeza gukora nabi.

8 None rero,Uhoraho,Umugaba w'ingabo,avuze atya:Kubera ko mutumvise
amagambo yanjye,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9ngiye gukoranya imiryango yose yo mu majyaruguru — uwo ni Uhoraho ubivuzempuruze umugaragu wanjye Nebukadinetsari,umwami w'i Babiloni,maze mbagabize iki gihugu n'abagituye,hamwe n'amahanga yose agikikije.Nzabatsemba ubudasubirwaho;iwabo hazahinduka ahantu hateye ubwoba;mbese hazabe itongo ubuziraherezo.

10Ntihazongera kumvikana urusaku rw'ibyishimo n'amagambo y'umunezero,indirimbo y'umukwe cyangwa imbyino y'umugeni;ntihazumvikana ijwi ry'urusyo kandi ntibazongera kubona urumuri rw'itara.

11Iki gihugu cyose kizahinduka amatongo n'ahantu hateye ubwoba,kandi bazagaragire andi mahanga mu gihe cy'imyaka mirongo irindwi.

12Ariko,iyo myaka mirongo irindwi nishira,nzahagurukira umwami w'i Babiloni n'iri hanga kubera ibyaha byabo uwo ni Uhoraho ubivuze — ndetse n'igihugu cy'Abakalideya na cyo, nzagihindure itongo ubuziraherezo.

13Amagambo yose maze kuvugira kuri iki gihugu nzayuzuza, hamwe n'ibyanditswe muri iki gitabo byose.

## IBIBANZIRIZA IBYAHANURIWE AMAHANGA

### Inkongoro ya divayi, ikimenyetso cy'urubanza

Dore ibyo Yeremiya yahanuye byerekeye amahanga yose,

14(kuko na bo bazakandamizwa n'amahanga menshi, ndetse n'abami b'ibihangange.) Koko rero, jyewe Uhoraho nzabaryoza ibikorwa byabo n'imigenzereze yabo.

15Dore ibyo Uhoraho, Imana ya Israheli yambwiye: «Akira iyi nkongoro ya divayi iri mu kiganza cyanjye, ni divayi y'uburakari, maze uzayihe amahanga yose nzakoherezamo.

16Bazanywa, badandabirane, basaragurike babitewe n'inkota nzahura muri bo rwagati.»

17Nakiriye iyo nkongoro yari mu kiganza cy'Uhoraho, maze nyiha amahanga yose Uhoraho yari yanyoherejemo:

18ari yo Yeruzalemu, imigi ya Yuda, abami bayo n'abatware bayo; kugira ngo aho hose harimbuke, hasigare ari ahantu hateye ubwoba n'urugero rw'ibyavumwe — mbese nk'uko bimeze ubu!

19Bazakurikirwa na Farawo, umwami wa Misiri, abagaragu be, abatware be n'imbaga ye;

20ab'uruvange rw'amoko yose n'abami bose bo mu gihugu cya Uzi; abami bose bo mu gihugu cy'Abafilisiti: uw'i Ashikeloni, Gaza, Ekironi n'abasigaye bo muri Ashidodi;

21abo muri Edomu, i Mowabu, n'Abahamoni;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22abami bose b'i Tiri n'i Sidoni, n'abami bose bo mu ntara yo hakurya y'inyanja;

23ab'i Dedani, i Tema, i Buzi, n'Abogoshe imisaya;

24Abarabu n'abami babo bose, abami bose b'uruvange rw'amoko atuye mu butayu;

25abami bose bo muri Zimuri, abami bose ba Elamu, abami bose b'Abamedi;

26abami bose bo mu majyaruguru, ari aba hafi ari n'aba kure buri muntu azagira igihe
cye; mbese ingoma zose zo ku isi, (maze umwami wa Sheshaki abaheruke.)

27Uzababwira uti «Uhoraho Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli, avuze atya:
Nimunywe, musinde! Muruke, mugwe ubutabyuka kubera inkota mbahuyemo.

28Nibanga kwakira iyo nkongoro iri mu kiganza cyawe ngo bayinyweho, uzababwire
uti 'Uhoraho Umugaba w'ingabo avuze atya: Muzayinywaho ntakabuza.'

29None se ko ngiye guteza amakuba mpereye ku mugi witiriwe izina ryanjye,
mwebwe mwarokoka mute? Oya, ntimuzarokoka, kuko ngiye kwahura inkota mu
baturage bose bo ku isi. Uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo ubivuze!»

30Nawe rero, uzababwira aya magambo yose abahanura, ugira uti «Uhoraho
ararakaye cyane, aho ari mu Ngoro ye ntagatifu aranguruye ijwi. Ararakaye, ni koko
arakariye igihugu cye, aravugiriza akamu abaturage bose b'isi, nk'ak'abenga
imizabibu.

31Urusaku rwageze no ku mpera z'isi; Uhoraho ashoje urubanza arega amahanga,
araburanya icyitwa ikinyamubiri cyose, maze abanyabyaha abagabize inkota, uwo ni
Uhoraho ubivuze!»

32Uhoraho Umushoborabyose avuze atya: Ibyago bizava mu muryango bijya mu
wundi, kandi inkubi y'umuyaga ituruke mu mpera z'isi.

33Kuri uwo munsi, abo Uhoraho azaba yishe ntibazaririrwa; ntibazakoranywa kugira
ngo bahambwe, ahubwo bazaba ifumbire y'ubutaka.

34Bashumba, nimuboroge kandi mutabaze! Nimwikurunge hasi, mwebwe batware
b'ubushyo, kuko igihe cyanyu cyo kwicwa cyageze, muzabagwa ak'ibisekurume
by'intama.

35Nta buhungiro bw'abashumba, nta bwihisho abatware b'ubushyo bazabona.

36Abashumba barataka, abatware b'ubushyo bakaboroga, kuko Uhoraho yatsembye
inzuri zabo.

37Ibiraro byarimo amahoro, byasenyutse kubera uburakari bw'Uhoraho.

38Baragiye ak'intare itaye indiri yayo; igihugu cyabo cyabaye amatongo kubera
inkota kirimbuzi n'ubukana bw'uburakari bwe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Yeremiya 26

# IBYAGO BIRIHO BIZASIMBURWAN'AMAHORO ADAHUNGABANA

### Abakuru ba Yuda banze kumva Yeremiya

(reba na 7,1–15)

1Yoyakimu mwene Yoziya, umwami wa Yuda, amaze kwima, Uhoraho abwira Yeremiya, ati

2«Uhoraho avuze atya: Hagarara ku kibuga cy'Ingoro y'Uhoraho, maze abaturage bose b'imigi ya Yuda baza gusenga bapfukamye mu Ngoro y'Uhoraho, ubatongere amagambo yose ngutegetse kuvuga, nta na rimwe usize.

3Ahari wenda bazumva, maze buri wese yihane imyifatire ye mibi, bityo nanjye ndeke amakuba nari ngiye kubateza kubera ubugome bwabo.

4Uzababwire uti 'Uhoraho avuze atya: Niba mutanyumviye ngo mwite ku mategeko yanjye nabahaye,

5kandi ngo mutege amatwi abagaragu banjye b'abahanuzi ndahwema kubatumaho, nyamara ntimububumve,

6iyi Ngoro nzayigenzereza nka Silo, n'uyu mugi nywugire urugero rw'ibivume mu mahanga yose y'isi.'»

7Abaherezabitambo, abahanuzi n'umuryango wose bari bateze amatwi Yeremiya igihe yavugiraga ayo magambo mu Ngoro y'Uhoraho.

8Yeremiya arangije kuvuga ibyo Uhoraho yari yamutegetse kubwira umuryango wose, abaherezabitambo, abahanuzi na rubanda baramufata, bavuga bati «Wiciriye urwo gupfa!

9Uratinyuka guhanura mu izina ry'Uhoraho ngo 'Iyi Ngoro izaba nka Silo, n'uyu mugi uzarimbuke, ushiremo abaturage bawo!'» Ubwo bose bakikiza Yeremiya mu Ngoro y'Uhoraho.

10Abatware ba Yuda bumvise iyo nkuru, bava ibwami bajya mu Ngoro y'Uhoraho, maze bicara mu irebe ry'Umuryango Mushya w'Ingoro.

11Abaherezabitambo n'abahanuzi ni ko kubwira abatware n'umuryango wose, bati «Uyu muntu akwiye igihano cyo gupfa! Yavugiye kuri uyu mugi amagambo namwe ubwanyu mwiyumviye.»

12Yeremiya abwira abatware n'umuryango wose, ati «Uhoraho ni we wanyohereje guhanurira kuri iyi Ngoro no kuri uyu mugi ibyo namwe mwiyumviye.

13Ariko guhera ubu, nimuvugurura imyifatire yanyu n'imigenzereze yanyu, mukumva ijwi ry'Uhoraho Imana yanyu, Uhoraho azareka amakuba yari yariyemeje kubateza.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14Naho jyewe, ndi mu maboko yanyu; nimunkoreshe icyo mushaka, icyo mubona gikwiye.

15Cyakora nimuramuka munyishe, mumenye ko mwebwe, kimwe n'uyu mugi n'abaturage bawo, muraba mwihamije icyaha cyo kwica umwere, kuko mu by'ukuri, Uhoraho ari we wanyohereje kuvuga aya magambo yose kugira ngo muyumve.»

16Abatware n'umuryango wose babwira abaherezabitambo n'abahanuzi, bati «Uyu muntu ntakwiye igihano cyo gupfa: yatubwiye mu izina ry'Uhoraho Imana yacu.»

17Bamwe mu bakuru b'umuryango barahaguruka, babwira imbaga yose yari ikoraniye aho, bati

18«Mika w'i Moresheti wari umuhanuzi ku ngoma ya Hezekiya, umwami wa Yuda, yabwiye umuryango wose wa Yuda, ati 'Uhoraho Umugaba w'ingabo avuze atya: Siyoni izahingwa nk'umurima, Yeruzalemu ibe itongo, naho umusozi w'Ingoro ube impinga y'ibihuru.'

19Hari ubwo se Hezekiya, umwami wa Yuda n'imbaga ye bigeze bica uwo muhanuzi? Ahubwo ntibagaragarije Uhoraho icyubahiro, bagahagurukira kumwurura? Uhoraho na we areka amakuba yari yiyemeje kubateza, none twebwe twari tugiye kwikururira ishyano.»

20Hari n'undi muntu wahanuraga mu izina ry'Uhoraho: ari we Uriyahu, mwene Shemayahu, w'i Kiriyati-Yeyarimu. Yavugiye kuri uyu mugi no kuri iki gihugu, amagambo asa n'aya Yeremiya;

21nuko umwami Yoyakimu, abasirikare be, n'abatware be babyumvise, bashaka kumwica. Uriyahu abimenye agira ubwoba, ahungira mu Misiri.

22Ariko umwami Yoyakimu yohereza abantu mu Misiri; hagenda Elinatani mwene Akubori n'abandi bagera mu Misiri.

23Bakuye Uriyahu mu Misiri bamuzanira umwami Yoyakimu, aramwica maze intumbi ye ayijugunya mu rwobo bahambagamo rubanda.

24Yeremiya we, yari ashyigikiwe na Ahikamu mwene Shafani, ni yo mpamvu atagabijwe abahigiraga kumwica.

## Yeremiya 27

### Umwami w'i Babiloni azaganza

1Sedekiya mwene Yoziya, umwami wa Yuda, amaze kwima, Uhoraho abwira Yeremiya iri jambo, agira ati

2«Shaka ibiziriko n'ingeri z'ibiti, ubyishyire ku ijosi;

3maze ubyoherereze umwami wa Edomu, uwa Mowabu, uw'Abahamoni, uwa Tiri

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'uwa Sidoni. Bizajyanwa n'intumwa zabo zaje i Yeruzalemu kwa Sedekiya, umwami wa Yuda.

4Uzabatume kuri ba shebuja, uti 'Uhoraho, Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli avuze atya: Muzabwire ba shobuja, muti:

5Ni jye waremye isi, n'abantu, n'inyamaswa ziyiriho, mbikesheje imbaraga zanjye n'ububasha bwanjye, maze nyiha uwo nihitiyemo.

6Na n'ubu rero, ibi bihugu mbigabiye umugaragu wanjye Nebukadinetsari, umwami w'i Babiloni; ndetse n'inyamaswa zo mu ishyamba, ndazimweguriye zimukorere'.

7(Amahanga yose azamuyoboka, umuhungu we, n'umwuzukuru we, ariko igihe cyagenwe nikimara kugera, amahanga akomeye n'abami b'ibihangange bazamutsinda.)

8Igihugu cyangwa umuryango bizanga kuyoboka Nebukadinetsari, umwami w'i Babiloni, ngo byemere uburetwa bwe, nzabyahuramo inkota, inzara n'icyorezo, kugeza ubwo nzatuma abarimbura, uwo ni Uhoraho ubivuze.

9Naho mwebwe, nimwime amatwi abahanuzi banyu, abapfumu banyu, ababasobanurira inzozi, abacunnyi n'abanyamayeri banyu, kuko bababeshya babizeza ko mutazagaragira umwami w'i Babiloni.

10Ibyo babahanurira ni ibinyoma, bizatuma muva mu gihugu cyanyu. Ni koko, nzabatatanya maze murimbuke.

11Nyamara ariko, igihugu kizemera uburetwa bw'umwami w'i Babiloni, kikamukorera, nzakirekera ku butaka bwacyo kibeho mu mahoro, kizanabutureho. Uwo ni Uhoraho ubivuze!»

12Naho Sedekiya, umwami wa Yuda, mutangarije ibi bikurikira: «Emera uburetwa bw'umwami w'i Babiloni, umuyoboke n'abe bose, bityo uzabaho.

13Ni kuki wakwemera gupfa, wowe n'umuryango wawe, mukarimburwa n'inkota, inzara n'icyorezo nk'uko Uhoraho yabyemeje ku gihugu kizanga kuyoboka umwami w'i Babiloni?

14Nimwime amatwi abahanuzi babemeza ko mutazigera mugaragira umwami w'i Babiloni. Ibyo babahanurira ni ibinyoma.

15Sinigeze mbohereza — uwo ni Uhoraho ubivuze — kandi ibyo bahanura mu izina ryanjye ni ibinyoma; ni yo mpamvu nzabatatanya, mukarimbuka, mwebwe n'abahanuzi babahanurira.»

16Abaherezabitambo n'uwo muryango wose, ndababwiye nti «Uhoraho avuze atya: Nimwime amatwi abahanuzi babahanurira ngo ibikoresho by'Ingoro y'Uhoraho biri i Babiloni bizahita bigarurwa bidatinze. Ibyo babahanurira ni ibinyoma;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17ntimukabumve na gato. Nimukorere umwami w'i Babiloni, bityo muzabaho. Ni kuki mwashaka ko uyu mugi wahinduka itongo?

18Niba ari abahanuzi, bakaba bifitemo ijambo ry'Uhoraho, nibinginge Uhoraho Umugaba w'ingabo, kugira ngo ibikoresho bikiri mu Ngoro, mu gikari n'i Yeruzalemu bitajyanwa i Babiloni.

19Ni koko, Uhoraho, afite ijambo ku byerekeye inkingi, ikizenga cy'amazi, ibitereko n'ibindi bikoresho bikiri muri uyu mugi,

20mbese ibikoresho byose Nebukadinetsari atatwaye igihe ajyanye bunyago Yekoniya mwene Yoyakimu, umwami wa Yuda, akamuvana i Yeruzalemu amujyana i Babiloni, hamwe n'abanyacyubahiro bose ba Yuda n'ab'i Yeruzalemu.

21Ni koko, Uhoraho Umugaba w'ingabo avuze atya ku byerekeye ibikoresho bikiri mu Ngoro, mu gikari n'i Yeruzalemu:

22bizajyanwa i Babiloni bihagume kugeza umunsi nzabyitaho — uwo ni Uhoraho ubivuze — icyo gihe ni ho nzabizamura, nkabigarura aha hantu.»

## Yeremiya 28

### Yeremiya n'umuhanuzi Hananiya

1Muri uwo mwaka, Sedekiya, umwami wa Yuda, amaze kwima, ubwo hari mu kwezi kwa gatanu k'umwaka wa kane, nuko umuhanuzi Hananiya mwene Azuru ukomoka i Gibewoni ambwirira mu Ngoro y'Uhoraho, mu maso y'abaherezabitambo na rubanda bose, ati

2«Uhoraho Umugaba w'ingabo Imana ya Israheli, avuze atya: Nciye uburetwa bw'umwami w'i Babiloni!

3Nihashira imyaka ibiri, uko bukeye, nzajya ngarura aha hantu ibikoresho byose by'Ingoro y'Uhoraho, Nebukadinetsari, umwami w'i Babiloni yahakuye akabijyana i Babiloni.

4Kandi nzagarura aha hantu, Yekoniya mwene Yoyakimu, umwami wa Yuda, hamwe n'abantu ba Yuda bose bajyanywe bunyago i Babiloni, kuko nyine nzaca uburetwa bw'umwami w'i Babiloni. Uwo ni Uhoraho ubivuze!»

5Umuhanuzi Yeremiya asubiriza umuhanuzi Hananiya imbere y'abaherezabitambo n'imbaga yose yari ihagaze mu Ngoro y'Uhoraho,

6amubwira ati «Amen! Uhoraho nabigenze atyo! Narangize amagambo uhanuye, maze agarure aha hantu ibikoresho by'Ingoro biri i Babiloni, n'abantu bose bahajyanywe bunyago.

7Nyamara ariko tega amatwi iri jambo ngiye kukubwira wowe n'umuryango wose:

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8Kuva kera na kare, abahanuzi batubanjirije jye nawe, bahanuriye ibihugu byinshi n'ingoma zikomeye, bakabamenyesha intambara, amakuba n'ibyorezo.

9Ariko niba umuhanuzi mu guhanura kwe amenyesha amahoro, azemerwa ko yoherejwe n'Uhoraho koko igihe ibyo yavuze bizagaragara!»

10Nuko umuhanuzi Hananiya afata za ngeri z'ibiti zari ku ijosi rya Yeremiya, arazivuna,

11maze avugira imbere ya rubanda rwose, ati «Uhoraho avuze atya: imyaka ibiri nishira, uko bukeye, ni uko nzaca uburetwa bwa Nebukadinetsari, umwami w'i Babiloni, nkabuvana ku ijosi ry'amahanga yose.» Nuko Yeremiya aragenda.

12Umuhanuzi Hananiya amaze kuvuna bya biti byari ku ijosi rya Yeremiya, Uhoraho abwira Yeremiya ati

13«Genda ubwire Hananiya, uti 'Uhoraho avuze atya: Ingeri z'ibiti wazivunnye; none zisimbuze iz'icyuma.

14Koko rero, Uhoraho Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli avuze atya: Ingoyi y'icyuma ni yo nzabohesha amahanga yose kugira ngo agaragire Nebukadinetsari, umwami w'i Babiloni; azamukorera, ndetse n'inyamaswa zo mu ishyamba ndazimweguriye.'»

15Umuhanuzi Yeremiya ni ko kubwira Hananiya, ati «Hananiya, tega amatwi: Uhoraho ntiyakohereje; ni wowe utuma uyu muryango wiringira ibinyoma.

16Ni yo mpamvu Uhoraho avuze atya: Ngiye kuguca ku isi, uyu mwaka uzapfa, kuko watoje imbaga kugomera Uhoraho.»

17Nuko umuhanuzi Hananiya apfa mu kwezi kwa karindwi k'uwo mwaka.

## Yeremiya 29

### Ibaruwa Yeremiya yandikiye aba mbere mu bajyanywe bunyago

1Dore amagambo akubiye mu ibaruwa umuhanuzi Yeremiya yanditse ari i Yeruzalemu, akayohererereza abakuru b'umuryango bose mu bajyanywe bunyago, abaherezabitambo, abahanuzi n'umuryango wose Nebukadinetsari yari yaranyaze i Yeruzalemu, akabajyana i Babiloni.

2Ibyo byabaye igihe umwami Yekoniya, umugabekazi n'ibyegera by'ibwami, abatware ba Yuda na Yeruzalemu, abacuzi n'abanyabukorikori bari bamaze kuva i Yeruzalemu.

3Iyo baruwa yajyanywe na Eleyasa mwene Shafani na Gemariya mwene Hilikiya, ari bo Sedekiya, umwami wa Yuda yari yohereje i Babiloni, abatumye kuri Nebukadinetsari, umwami w'i Babiloni.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Yari iteye itya: «Dore ibyo Uhoraho, Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli abwiye abajyanye bunyago i Babiloni bose, bavuye i Yeruzalemu:

5Nimwubake amazu muyaturemo, muhinge ubusitani murye imbuto zabwo,

6nimushake abagore mubyare abahungu n'abakobwa, mushyingire abasore n'inkumi zanyu na bo bunguke abahungu n'abakobwa. Aho muri mwororoke, ntimukagabanuke bibaho!

7Nimuharanire amahoro y'umugi mwajyanywemo bunyago, kandi muwusabire kuri Uhoraho kuko amahoro yawo ari ayanyu.

(8–9...)

10Kuko Uhoraho avuze atya: Imyaka mirongo irindwi nishira muri i Babiloni, nzabitaho maze nuzuze amasezerano yanjye yo kubagarura aha hantu.

11Jyewe nzi imigambi nabagiriye — uwo ni Uhoraho ubivuze — ni imigambi y'amahoro itari iy'amakuba: nzabaha kugera ku bihe bizaza no kwizera.

12Nimunyiyambaza kandi mukaza kunsenga, nanjye nzabumva.

13Nimunshakashaka muzambona. Nimunshakashake mubikuye ku mutima,

14nzabareka mumbone — uwo ni Uhoraho ubivuze — nzabahumuriza, mbakoranye mbakuye mu mahanga n'ahantu hose nabatatanyirije — uwo ni Uhoraho ubivuze — mbagarure aho nabakuye nkabajyana bunyago.

15Ni koko muravuga muti 'Uhoraho yadutumyeho abahanuzi i Babiloni.'

8Nyamara Uhoraho, Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli, avuze atya: Ntimukemere ko abahanuzi n'abapfumu bari muri mwe bababeshya, ntimukite ku nzozi murota;

9ibyo babahanurira mu izina ryanjye ni ibinyoma — uwo ni Uhoraho ubivuze — sinigeze mbatuma.

16Ni koko, dore ibyo Uhoraho abwiye umwami wicaye ku ntebe ya Dawudi, n'abantu bose bagituye muri wa mugi, ari bo bavandimwe banyu batajyanywe bunyago hamwe namwe:

17Uhoraho, Umugaba w'ingabo, avuze atya: Nzabahuramo inkota, inzara n'icyorezo, nzabagenzereza uko bagira imbuto z'imitini zaboze, zikaba mbi ku buryo zidashobora kuribwa.

18Nzabakurikirana n'inkota, inzara n'icyorezo, mbagire urugero rw'abavumwe bose bo ku isi; nzabahindura itongo riteye ubwoba. Mu mahanga yose nzabatatanyirizamo bazahinduka iciro ry'imigani,

19kuko banze kumva amagambo yanjye — uwo ni Uhoraho ubivuze — kandi ntarahwemye kubatumaho abagaragu banjye b'abahanuzi, nyamara bo,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ntibanyumva — uwo ni Uhoraho ubivuze.

20Naho mwebwe, abajyanywe bunyago, nkabirukana i Yeruzalemu mukajya i Babiloni, nimwumve ijambo ry'Uhoraho!

21Dore ibyo Uhoraho Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli, avuze kuri Akabu mwene Kolaya, no kuri Sedekiya mwene Maseya, bihaye kubahanurira ibinyoma mu izina ryanjye: Nzabagabiza Nebukadinetsari, umwami w'i Babiloni, abatsembere mu maso yanyu.

22Abajyanywe bunyago bose bari i Babiloni bizabaviramo umuvumo, kuko bazavuga bati 'Uhoraho azakugenzereze uko yahannye Sedekiya na Akabu, batwitswe n'umwami w'i Babiloni!'

23Icyaha cyabo, ni uko bakoze ishyano muri Israheli: basambanije abagore ba bagenzi babo, biha guhanura ibinyoma mu izina ryanjye kandi ntarabibatumye. Jye ndabizi, mbibereye n'umuhamya. Uwo ni Uhoraho ubivuze!»

### Shemayahu, umuhanuzi w'ibinyoma

24(Uhoraho abwira Yeremiya iri jambo:) Uzabwire Shemayahu w'i Nahalamu, uti

25«Uhoraho, Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli, avuze atya: Wohererej umuryango wose uri i Yeruzalemu, n'umuherezabitambo Sefaniya mwene Maseya, n'abaherezabitambo bose, amabaruwa wiyandikiye ubwawe uvuga ngo

26'Uhoraho ni we wagushyize mu mwanya w'umuherezabitambo Yehoyada, kugira ngo ugenzure umuntu wese uvuga amahomvu n'uwiha guhanura mu Ngoro, maze umushyire ku ngoyi.

27None dore nturakarira Yeremiya w'i Anatoti wiha guhanurira muri mwe,

28kandi yaratwandikiye turi i Babiloni avuga ngo: Uburetwa buzashira kera! Nimwubake amazu muyaturemo, muhinge ubusitani, maze murye imbuto zabwo.'...

»

29Iyo baruwa ya Shemayahu, umuherezabitambo Sefaniya ayisomera umuhanuzi Yeremiya.

30Nuko Uhoraho abwira Yeremiya iri jambo, ati

31«Ohereza abantu bose bajyanywe bunyago ubu butumwa Uhoraho avuze kuri Shemayahu w'i Nahalamu, ati 'Kubera ko uwo mugabo yihaye kubahanurira kandi ntaramwohereje, akiha kubabeshyeshya ibinyoma,

32nzamuhagurukira, we n'abamukomokaho. Nta n'umwe muri bo uzagira umwanya muri uyu muryango wanjye kugira ngo anezezwe n'ibyiza nzawukorera. Uwo ni Uhoraho ubivuze! None se si we watoje abantu kwivumbura kuri Uhoraho?'»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Yeremiya 30

### Umubabaro uzasimburwa n'ihumure

1 Uhoraho abwira Yeremiya iri jambo:

2 «Uhoraho Imana ya Israheli avuze atya: Uzandike mu gitabo amagambo yose nakubwiye.

3 Igihe kiregereje — uwo ni Uhoraho ubivuze — maze nzagandure Israheli umuryango wanjye; yo na Yuda mbagarure mu gihugu nahaye abasekuruza babo, bazagihabweho umurage.»

4 Dore amagambo Uhoraho yavuze kuri Israheli no kuri Yuda:

5 Uhoraho agize ati «Turumva induru ziteye ubwoba, igikuba kiracitse, nta mahoro ariho.

6 Nimubaririze, murebe: ese hari igitsinagabo kiramukwa? Ndabona umugabo wese ukomeye akorakora inda ye nk'umugore uramutswe! Mu maso hose hasuherewe, hijimye.

7 Karabaye! Ni koko, uwo munsi urakomeye, nta wundi usa na wo. Kuri Yakobo, ni igihe cy'umubabaro, ariko azawukira.

8 (Uwo munsi — uwo ni Uhoraho Umugaba w'ingabo ubivuze — nzamukura ku buretwa bwamushenguraga ijosi, ingoyi zabwo nzicagagure; yoye kuzongera guhakwa n'abanyamahanga ukundi.

9 Bazakorera Uhoraho Imana yabo, hamwe na Dawudi, umwami wabo ngiye kubimikira.)

10 Wowe Yakobo, mugaragu wanjye, ntugire ubwoba, Israheli, ntukangarane! Uwo ni Uhoraho ubivuze. Dore ngiye kugukiza nkuvanye mu bihugu bya kure, n'urubyaro rwawe ndukure mu buretwa. Yakobo azagaruka ashyitse umutima mu nda, aruhuke; nta n'uzamutera ubwoba bibaho.

11 Ndi kumwe nawe kugira ngo ngukize, uwo ni Uhoraho ubivuze — ngiye gutsemba amahanga yose nabatatanirijemo, ariko wowe sinzagutsemba. Ahubwo nzaguhana uko bikwiye, kuko sinakureka ntaguhannye.

12 Ni jye ubwanjye wabatangarije umukiro, kandi nywubagezaho; nta bwo ari imana y'inyamahanga iba iwanyu. Bityo rero, muri abahamya banjye, naho jye ndi Imana — uwo ni Uhoraho ubivuze —

13 Nta muntu ufite wo kukurengera, igikomere cyose kibonerwa umuti, ariko icyawe nta miti yakivura.

14 Abakunzi bawe bose barakwirengagije, ntibakikwitayeho! Naragukomerekeje boshye ukubiswe n'umwanzi; ari na cyo gihano cyawe kubera ibicumuro byawe

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bitagira ingano, n'ibyaha byawe bidahwema kwigaragaza.

15Kuki utakishwa n'uruguma rwawe? Igikomere cyawe ntigishobora gukira! Nakugize ntyo kubera ibicumuro byawe bitagira ingano, n'ibyaha byawe bidahwema kwigaragaza.

16Cyakora abakurimbura bose, na bo bazashirira ku icumu, abanzi bawe bose bazajyanwa bunyago, abakunyaga na bo bazanyagwa, abagusahura na bo bazasahurwa.

— 17Kuko nzakuvura,nkagukiza ibikomere byawe uwo ni Uhoraho ubivuze — wowe bitaga «Igicibwa», na «Siyoni itagira uyitaho.»

18Uhoraho avuze atya: Nzavugurura amahema ya Yakobo, abayatuye mbagirire impuhwe: buri mugi uzongera wubakwe ku musozi wawo, na buri nzu nziza isubire mu kibanza cyayo.

19Abantu bazavuza impundu zo gushimira, ziherekezwe n'amajwi menshi y'ibyishimo. Nzabaha kororoka ubutazagabanuka, nzabubahiriza kandi ntibazasuzugurwa.

20Abana babo bazasubizwa ubutoneshwe bahoranye, umuryango wabo ushinge imizi imbere yanjye, maze mpane ababashikamiraga bose.

21Umwami wabo azaba ari umwe muri bo, umutware wabo azabakomokemo, kandi nzamuzane mwiyegereze. Ni nde rero watinyuka kunyegera? Uwo ni Uhoraho ubivuze.

22Muzambera umuryango, nanjye mbabere Imana.

### Uburakari bw'Uhoraho buzavubukira ku banyabyaha

(reba na 23,19–20)

23Dore umuhengeri uraje, ni uburakari bw'Uhoraho, inkubi y'umuyaga igiye guhuherera ku mutwe w'abanyabyaha.

24Uburakari bw'Uhoraho ntibuzashira atamaze kurangiza umugambi yiyemeje. Ibyo muzabisobanukirwa neza hanyuma.

## Yeremiya 31

### Israheli izagarurwa mu gihugu cyayo

1Icyo gihe — uwo ni Uhoraho ubivuze — nzaba Imana y'imiryango yose ya Israheli, na yo izambere umuryango.

2Uhoraho avuze atya: Umuryango warokotse inkota mu butayu wangizeho ubutoni. Israheli igiye kwiruhutsa.

3Uhoraho yambonekeye mu gihugu cya kure, agira ati «Nagukunze urukundo ruhoraho, kandi ubudahemuka ngufitiye ni bwo butuma nkwiyegereza.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Ndashaka kukubaka bundi bushya, kandi koko uzubakwa, wowe mwari Israheli.
Uzasubirana ingoma zawe, maze ushagarwe n'abantu bari mu birori.

5Uzongera utere imizabibu ku misozi ya Samariya, kandi abazaba bayihinze babe ari
na bo bayisarura.»

6Koko, hateganyijwe umunsi abarinzi bazatera hejuru ku musozi wa Efurayimu,
bagira bati «Duhaguruke! Tuzamuke i Siyoni; dusange Uhoraho Imana yacu.»

### Uhoraho azagarura umuryango we i Siyoni

7Uhoraho avuze atya: Nimuvugirize Yakobo impundu z'ibyishimo, nimwakirane
amashyi y'urufaya umutware w'amahanga! Nimwiyamire, mwishime, mugira muti
«Uhoraho yakijije umuryango we, agasigisigi ka Israheli!»

8Nzabavana mu gihugu cyo mu majyaruguru, mbakoranye mbakuye mu mpera z'isi.
Muri bo hari impumyi, ibirema, abagore batwite n'abaramutswe, bose bagarutse
hano ari imbaga nyamwinshi.

9Baje barira, bantakira ngo 'Tubabarire'; maze mbajyana mu bibaya bitemba amazi,
banyuze mu nzira iboneye, aho batazatsikira. Ni koko, ndi umubyeyi wa Israheli,
Efurayimu ni we buriza bwanjye.

### Umubabaro uzahindukamo ibyishimo

10Mahanga yose, nimwumve ijambo ry'Uhoraho, muryamamaze mu ntara za kure,
mugira muti «Uwatatanirije Israheli impande zose arayikoranije, azayirinda nk'uko
umushumba arinda ubushyo bwe.»

11Uhoraho yacunguye Yakobo, aramuharanira, kandi amugobotora mu maboko
y'umunyembaraga.

12Bazaza batera indirimbo z'ibyishimo ku musozi wa Siyoni; bahadendeze basanga
ibyiza by'Uhoraho: ingano, divayi nshyashya n'amavuta, amatungo magufi
n'amaremare. Baziyumvamo ubuzima bushya nk'ubusitani buvomerewe neza,
ntibazongera kunanirwa ukundi.

13Ubwo inkumi zizabyina zidagadure, kimwe n'abasore n'abasaza. Umubabaro wabo
nzawuhinduramo ibyishimo, mbakomeze, abagowe mbahe kwidagadura.

14Abaherezabitambo nzabahaza ku nyama z'urugimbu, n'umuryango wanjye
nzawuhaze ibyiza byanjye.» Uwo ni Uhoraho ubivuze!

### Uhoraho azatabara abe

15Uhoraho avuze atya: I Rama harumvikanira ijwi ry'amaganya n'imiborogo
ikomeye: ni Rasheli uririra abana be, kandi yanze guhozwa kuko batakiriho.»

16Uhoraho avuze atya: Rekeraho wikomeza kuganya, hanagura amarira ku maso
yawe! Uhawe ingororano y'umubabaro wawe — uwo ni Uhoraho ubivuze — abana


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bawe bazagaruka bave mu gihugu cy'abanzi.

17Mu gihe kizaza cyuzuye amiringiro — uwo ni Uhoraho ubivuze — abana bawe bazagaruka mu gihugu cyabo.

18Numvise neza amaganya ya Efurayimu, agira ati «Warampannye ndabyemera nk'ikimasa cyananiranye; ngarura maze mbone ubugaruka, kuko wowe Uhoraho, uri Imana yanjye.

19Koko rero, maze kugutera umugongo, nisubiyeho, narisuzumye none nikubise agashyi, naramwaye, nkorwa n'isoni; ni koko, nari mfite umugayo mu busore bwanjye. None mbonye ingaruka zabyo.»

20— Ese Efurayimu ntakiri umwana wanjye nkunda, umwana rwose nihitiyemo? Buri gihe ntekereje kumuhana, numva anteye impuhwe. Mbega igishyika mufitiye! Ndamukunda, koko ndamukunda cyane, uwo ni Uhoraho ubivuze.

## Israheli garuka!

21Shinga ibimenyetso ku nzira yawe, urore neza umuhanda wanyuzemo. Israheli, mwari w'isugi, garuka hano, garuka usange imigi yawe!

22Uzarekeraho kubwerabwera ryari, mwari wigize ishyano? Uhoraho ariho ararema ibintu bishyashya ku isi: umugore arashakashaka umugabo we.

## Yuda yongera kubakwa

23Uhoraho Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli, avuze atya: Nimara kubagandura, mu gihugu cya Yuda no mu migi yacyo bazongera bavuge bati «Uhoraho naguhe umugisha, wowe kibanza cy'ubutabera ukaba n'umusozi mutagatifu!»

24Abahinzi n'aborozi bose bazatura hamwe muri Yuda no mu migi yayo.

25Nzahembura abishwe n'inyota, kandi ndamire abanyantege nke bose.

26Icyo gihe, ni bwo nakangutse, maze numva nasinziriye neza.

## Imana iri maso kugira ngo yubake kandi ibibe imbuto

27Dore igihe kiregereje — uwo ni Uhoraho ubivuze — maze inzu ya Israheli n'iya Yuda nzazigwizemo abantu n'amatungo.

28Nk'uko nabahagurukiye ngira ngo mbarandure, mbahirike, mbasenye, mbatsembe kandi mbagirire nabi, ni ko nzabahangaho amaso ngira ngo nubake kandi ntere imbuto. Uwo ni Uhoraho ubivuze!

29Icyo gihe, ntibazongera kuvuga ngo «Ababyeyi bariye imizabibu idahishije, none amenyo y'abana babo yaramunzwe.»

30Oya, ahubwo buri muntu azazira icyaha cye bwite; kandi urya imizabibu idahishije, amenyo ye bwite ni yo azamungwa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Isezerano rishya

31Igihe kiregereje — uwo ni Uhoraho ubivuze — maze nzagirane Isezerano rishya n'umuryango wa Israheli n'uwa Yuda.

32Rizaba ritandukanye n'iryo nagiranye n'abasekuruza babo, igihe nabafataga ukuboko nkabakura mu gihugu cya Misiri. Bo bishe Isezerano ryanjye — uwo ni Uhoraho ubivuze — ariko jye nakomeje kubabera umutegetsi.

33Dore iryo Sezerano nzagirana n'umuryango wa Israheli nyuma y'iyo minsi — uwo ni Uhoraho ubivuze — amategeko yanjye nzayabacengezamo, nyabandike mu mutima, bityo mbabere Imana na bo bambere umuryango.

34Ntibazongera kwigishanya bavuga ngo «Menya Uhoraho», kuko bose bazaba banzi, uhereye ku muto kugeza ku mukuru — uwo ni Uhoraho ubivuze — nkabababarira ubugome bwabo, sinongere no kwibuka icyaha cyabo ukundi.

### Imana ishobora byose ntizahemukira Israheli

35Uhoraho Umugaba w'ingabo,we waremye izuba ngo ribe urumuri rw'amanywa,agashyiraho ukwezi n'inyenyeri mu mwanya wabyo kugira ngo bimurikire ijoro,akaba ari we utera inyanja kwivumbagatanya,imivumba igahogera,avuze atya:

36Ayo mategeko asanzwe agenga ijuru n'isi aramutse ahindutse — uwo ni Uhoraho ubivuze ubwo n'inkomoko ya Israheli yareka burundu kuba igihugu mu maso yanjye!

37Uhoraho agize ati «Nihagira ushobora gupima aho ijuru rigarukira, agatahura aho inkingi z'isi zitereye, icyo gihe nanjye nzabona gutererana inkomoko ya Israheli kubera ibyo yakoze byose» — uwo ni Uhoraho ubivuze.

### Yeruzalemu izongera yubakwe

38Dore igihe kiregereje — uwo ni Uhoraho ubivuze — maze umugi wongere wubakirwe Uhoraho, guhera ku munara wa Hananeli kugeza ku irembo ry'Iguni.

39Hanyuma umugozi wo kugeresha uzongere uramburwe neza kugera ku musozi wa Garebi, maze uzazenguruke ugana i Gowa.

40Ikibaya cyose cy'intumbi n'ivu ry'ibinure, n'imirima yose yerekeye ku kibaya cya Sedironi, kugeza ku iguni ry'irembo ry'Amafarasi ahagana iburasirazuba, aho hose hazegurirwa Uhoraho; ntihazongera gusenywa bibaho.

## Yeremiya 32

### Yeremiya agurura umurima wa se wabo

1Dore ijambo Uhoraho yabwiye Yeremiya mu mwaka wa cumi Sedekiya, umwami wa Yuda, ari ku ngoma; ubwo hari mu mwaka wa cumi n'umunani w'ingoma ya Nebukadinetsari.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2Icyo gihe ingabo z'umwami w'i Babiloni zari zigose Yeruzalemu, naho umuhanuzi
Yeremiya afungiye mu gikari cy'ingoro y'umwami wa Yuda.

3Sedekiya, umwami wa Yuda, yari yamufunze amwihaniza ati «Ni kuki uhanura ngo
Uhoraho avuze atya: Ngiye kugabiza uyu mugi umwami w'i Babiloni maze
awigarurire.

4Sedekiya, umwami wa Yuda, ntazava mu maboko y'Abakalideya; umwami w'i
Babiloni azamuta muri yombi, amuvugishe imbonankubone kandi bahanganye
amaso.

5Sedekiya azajyanwa i Babiloni agumeyo, kugeza igihe nzamutabarira — uwo ni
Uhoraho ubivuze. Kandi nimugerageza kurwanya Abakalideya, ntimuzabatsinda.»

6Dore rero inkuru ya Yeremiya: Uhoraho yarambwiye ati

7«Hanameli mwene Shalumi so wanyu, azagusanga akubwira ati 'Gura umurima
wanjye uri Anatoti, kuko ufite uburenganzira bwo kuwugura.'»

8Nk'uko Uhoraho yari yabivuze, Hanameli mwene data wacu yansanze mu gikari
cy'inzu y'imbohe, arambwira ati «Ndakwinginze, ugure umurima wanjye uri i
Anatoti, mu gihugu cya Benyamini; kandi kuko ari wowe ufite uburenganzira bwo
kuwugura, uwigurire.» Ubwo nahise numva ko ari ijambo ry'Uhoraho.

9Naguze rero uwo murima na Hanameli mwene data wacu, umurima wari i Anatoti,
mubarira amasikeli cumi n'arindwi ya feza.

10Nanditse inyandiko y'amasezerano ndayifunga, nshyiraho ikashe yanjye imbere
y'abagabo nari natumiye, maze mupimira feza ku munzani.

11Nafashe inzandiko z'ubuguzi, ari urwari rufunze bikurikije amategeko, ari n'urwari
rufunguye,

12nziha Baruki mwene Neriya wa Mahiseya; mbikorera imbere ya Hanameli mwene
data wacu, imbere y'abagabo bashyize umukono kuri izo nyandiko z'ubuguzi,
n'imbere y'Abayuda bose bari mu gikari cy'inzu y'imbohe.

13Mu maso yabo nategetse Baruki, nti

14«Uhoraho, Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli, avuze atya: Fata izi nyandiko
z'ubuguzi, ari uru rufunze, ari na ruriya rudafunze, uzishyire mu kibindi gihiye neza
kugira ngo zitazangirika.

15Ni koko, Uhoraho Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli, avuze atya: Inzu, imirima
n'imizabibu yo muri iki gihugu, bizongera bigurwe.»

16Namaze guha Baruki mwene Neriya inyandiko z'ubuguzi, ntakambira Uhoraho,
ngira nti

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17 «Uhoraho Mana, ni wowe waremye ijuru n'isi ukoresheje imbaraga nyinshi n'ububasha bw'ukuboko kwawe. Kuri wowe nta kidashoboka!

18 Ugaragariza ubuntu bwawe ibisekuruza ibihumbi, ariko ibicumuro by'ababyeyi ukabihanira abana babo. Wowe, Mana y'igihangange, izina ryawe ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo!

19 Imigambi yawe irahebuje kandi urangwa n'ibikorwa bikomeye. Witegereza imyifatire ya buri muntu, maze buri wese ukamuhemba ibihwanye n'imyifatire ye, mbese ibikwiranye n'ibikorwa bye!

20 Wigaragaje mu gihugu cya Misiri, uhakora ibitangaza n'ibimenyetso bikiratwa muri Israheli no mu bantu bose kugeza na n'ubu; bityo wihesheje izina ry'ikirangirire, nk'uko bigaragara muri iki gihe.

21 Wakuye umuryango wawe mu gihugu cya Misiri wifashishije ibimenyetso by'ibitangaza, n'imbaraga z'ukuboko kwawe, bituma bose bashya ubwoba.

22 Hanyuma wabahaye iki gihugu wari wararahiriye abasekuruza babo ko uzakibegurira, igihugu gitemba amata n'ubuki.

23 Baraje bagituramo, ariko ntibumva ijwi ryawe, ntibakurikiza amategeko yawe, ntibagira icyo bakora mu byo wabategetse, ni bwo ubagushijeho aya makuba yose.

24 Dore abanzi bacu barunze igitaka iruhande rw'inkike z'umugi bazuririraho badutera; none kubera inkota, inzara n'icyorezo, umugi ugiye gutabwa mu maboko y'Abakalideya bawurwanya. Iryo wavuze riratashye kandi nawe urabiruzi.

25 Nyamara, Nyagasani Mana, ni wowe wambwiye uti 'Tanga feza ugure uwo murima kandi ubitorere abagabo', none umugi ushyizwe mu maboko y'Abakalideya!»

26 Nuko Uhoraho abwira Yeremiya ati

27 «Jyewe Uhoraho, ndi Imana y'icyitwa ikinyamubiri cyose, ni iki kitanshobokera?

28 None rero — uwo ni Uhoraho ubivuze — uyu mugi ngiye kuwugabiza Abakalideya na Nebukadinetsari, umwami w'i Babiloni, maze azawufate.

29 Abakalideya bagose uyu mugi bazawinjiramo bawutwike; ukongokane n'ibisenge by'amazu batwikiragaho amaturo ya Behali, n'ibyo baturiragaho ibitambo biseswa basenga ibigirwamana kugira ngo banshavuze.

30 Ni koko, kuva mu bwana bwabo, Abayisraheli n'Abayuda bakoze ibyo nanga gusa; Abayisraheli baranshavuje kubera imigenzereze yabo — uwo ni Uhoraho ubivuze.

31 Uyu mugi wanteye uburakari n'umujinya kuva washingwa kugeza na n'ubu! Ngomba rero kuwigiza kure yanjye,

32 kubera ibyaha Abayisraheli n'Abayuda bakoze: baranshavuje ubwabo, n'abatware

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

babo, n'abaherezabitambo n'abahanuzi babo, mbese abantu bose ba Yuda n'abaturage ba Yeruzalemu.

33Banshinganye ijosi ntibandeba n'irihumye; n'ubwo mbigisha ubudahwema ntibumva, ntibakira inyigisho yanjye.

34Bashyira ibiterashozi byabo mu Ngoro yitiriwe izina ryanjye, bityo bakayihumanya.

35Bubakiye Behali urutambiro mu kabande ka Bene Hinomi, kugira ngo batwikire Moleki abahungu babo n'abakobwa babo; ibyo kandi sinigeze mbisaba, sinigeze natekereza gukoresha iryo shyano riyobya Yuda!»

36None rero, dore ibyo Uhoraho Imana ya Israheli avuze kuri uwo mugi muvuga ko waguye mu maboko y'umwami w'i Babiloni, akoresheje inkota, inzara n'icyorezo:

37Ngiye kubakoranya, mbakure mu bihugu byose nabatatanyirijemo kubera uburakari bwanjye, umujinya n'ubwivumbagatanye bukabije, mbagarure aha hantu maze mpabatuze mu mahoro.

38Bazambera umuryango, nanjye mbabere Imana.

39Nzabashyiramo ibitekerezo bimwe n'imico imwe, mbatoze kunyubaha iteka ryose, bitume bagira ihirwe, bo n'urubyaro rwabo.

40Nzagirana na bo isezerano rihoraho, sinzareka kubitaho kugira ngo mbagirire neza; nzabatera kunyubaha mu mutima wabo, maze boye kunyitarura bibaho.

41Nzashimishwa no kubagirira neza; kandi ni koko, nzabakomeza muri icyo gihugu mbishyizeho umutima wanjye wose n'imbaraga zanjye zose.

42Ni koko, Uhoraho avuze atya: Nk'uko nateje ibi byago bikomeye uyu muryango, ni na ko nzabagezaho ibyiza narahiriye kuzabaha.

43Hazagurwa imirima muri icyo gihugu muvuga ngo «Ni amatongo gusa, ntikigira abantu n'amatungo, kandi cyaguye mu maboko y'Abakalideya.»

44Bazagura iyo mirima batanze feza, bandike inyandiko z'ubuguzi, bazishyireho ikashe babanje gutora abagabo mu gihugu cya Benyamini, mu mpande za Yeruzalemu no mu migi ya Yuda, mu migi yo mu misozi, iyo mu mirambi, n'iyo muri Negevu, kuko ngiye kubagarura. Uwo ni Uhoraho ubivuze!

## Yeremiya 33

### Imigi izubakwa bundi bushya

1Igihe Yeremiya yari afungiye mu gikari cy'inzu y'imbohe, Uhoraho yongera kumubwira ati

2«Uhoraho, we waremye isi, akayibumba akayikomeza — izina rye rikaba Uhoraho


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

— avuze atya:

3Ambaza izina ryanjye, nzagutabara nguhishurire ibintu bikomeye, wowe utazi.

4Koko rero, Uhoraho Imana ya Israheli avuze atya ku mazu y'uyu mugi no ku mazu y'abami ba Yuda: Ayo mazu mwarayashenye, mugira ngo amabuye yayo muyasanishe inkike zirusheho gukomera,

5mubone uko murinda Abakalideya. Nyamara ntibizabuza uyu mugi kuzura intumbi z'abo nzaba nishe kubera umujinya n'uburakari bwanjye, kuko ntakibitayeho bitewe n'ubugome bwabo.

6Ariko rero, nyuma y'ibyo, nzabazanzamura, mbakize ndetse mbahishurire icyabazanira amahoro n'umutekano.

7Yuda na Israheli nzabasubiza agaciro kabo nk'uko bari bameze mbere,

8nzabahanaguraho ibyaha bari barangiriye byose; nzabagirira imbabazi z'ibyaha byose bankoreye, ubwo banyivumburagaho.

9Izina rya Yeruzalemu rizaba izina ry'ibyishimo; izampesha icyubahiro n'ububengerane imbere y'amahanga yose y'isi. Igihe azamenya ibyiza byose ngiye gukorera Yuda na Israheli, azashya ubwoba, ahindagane kubera ibyo byiza byose n'amahoro nzabahundagazaho.

10Uhoraho avuze atya: Aha hantu muvuga ko ari itongo ritagira abantu n'amatungo, mu migi ya Yuda no mu mayira yasibye ya Yeruzalemu itakirangwamo abantu, abaturage cyangwa inyamaswa,

11hazongera humvikane urusaku rw'ibyishimo n'umunezero, indirimbo y'umukwe n'imbyino y'umugeni, ndetse n'indirimbo z'abazanye ibitambo byo gushimira mu Ngoro y'Uhoraho, bagira bati «Nimusingize Uhoraho Umugaba w'ingabo kuko ari umugwaneza; urukundo rwe rugahoraho iteka!» Ni koko — uwo ni Uhoraho ubivuze — iki gihugu nzakivugurura, gisubire uko cyahoze mbere.

12Uhoraho Umugaba w'ingabo avuze atya: Muri aya matongo atagira abantu n'amatungo no mu migi yaho yose, hazongera hubakwe ibiraro maze abashumba babicyuremo amatungo yabo.

13Mu migi yo mu misozi n'iyo mu mirambi, mu migi ya Negevu no mu gihugu cya Benyamini, mu mpande za Yeruzalemu no mu migi ya Yuda, imikumbi y'intama izongera itambagire imbere ya nyirazo azibare. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

### Ivugururwa ry'inzu ya Dawudi

14Igihe kiregereje — uwo ni Uhoraho ubivuze — maze nzuzuze amasezerano nagiriye umuryango wa Israheli n'uwa Yuda.

15Icyo gihe nyine, mu muryango wa Dawudi nzahagobora umumero, umwuzukuruza

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

w'indahemuka, maze azaharanire ubutungane n'ubutabera mu gihugu.

16Ubwo rero Yuda izarokorwa, Yeruzalemu iture mu mutekano. Dore izina bazita
uwo mugi: Uhoraho ni we butabera bwacu.

17Uhoraho avuze atya: Ntihazabura na rimwe muri bene Dawudi, uzicara ku ntebe
y'ubwami mu muryango wa Israheli.

18No mu baherezabitambo b'abalevi ntihazaburamo abazahagarara imbere yanjye,
bagatura ibitambo bitwikwa n'andi maturo, kandi bakantura ibitambo iminsi yose.

### Isezerano ridakuka

19Uhoraho abwira Yeremiya iri jambo:

20Uhoraho avuze atya: Nimushobora kwica gahunda nahaye umunsi n'ijoro, maze
ntibibere igihe mbishakiye,

21ni bwo isezerano nagiranye n'umugaragu wanjye Dawudi rizakuka, yoye kuzagira
umukomokaho wicara ku ntebe y'ubwami. Ibyo bizamera bityo no ku
baherezabitambo b'abalevi, ari bo bakozi banjye.

22Uko ibinyarumuri byo mu kirere badashobora kubibara, n'umusenyi wo mu nyanja
ntibashobore kuwupima, ni ko nzagwiza abakomoka kuri Dawudi, umugaragu
wanjye n'abalevi bankorera.

23Uhoraho abwira Yeremiya iri jambo:

24Nk'uko ubyibonera, bariya bantu bibwira ko Uhoraho yatereranye ya miryango
ibiri yihitiyemo. Ni yo mpamvu basuzugura umuryango wanjye, kuko kuri bo utakiri
igihugu.

25Nyamara ariko, Uhoraho avuze atya: Jyewe wagennye gahunda y'umunsi n'ijoro,
ngaha amategeko ijuru n'isi,

26natererana nte inkomoko ya Yakobo n'iy'umugaragu wanjye Dawudi? Ese ubwo
nareka gutora mu buzukuru be abatware b'umuryango wa Abrahamu, Izaki na
Yakobo? Oya, nzabagarura, kuko nabagiriye impuhwe.

## Yeremiya 34

### Urwaciriwe umwami Sedekiya

1Dore ijambo Uhoraho yabwiye Yeremiya, igihe Nebukadinetsari umwami w'i
Babiloni afatanije n'ingabo ze zose, n'ibihugu byose byo ku isi yatwaraga,
n'amahanga yose, ateye Yeruzalemu n'imigi iyikikije yose.

2Uhoraho, Imana ya Israheli, aravuze ngo «Genda ubwire ukomeje Sedekiya,
umwami wa Yuda, uti 'Uhoraho avuze atya: Uyu mugi, ngiye kuwugabiza umwami
w'i Babiloni, maze awutwike.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Nawe, ntuzamucika, azagufata, akwigarurire. Wowe n'umwami w'i Babiloni muzahangana amaso, akuvugishe imbonankubone, hanyuma ujyanwe i Babiloni.

4Nyamara ariko, Sedekiya, mwami wa Yuda, umva ijambo ry'Uhoraho: Uhoraho avuze ko utazazira inkota.

5Uzipfira neza, maze bazakose n'imibavu, nk'uko bosheje abakurambere bawe bakubanjirije ku ntebe ya cyami. Bazakuririra bagira bati 'Mbega ibyago, mutegetsi wanjye!' Ni koko, ni jye ubikwereruriye. Uwo ni Uhoraho ubivuze.»

6Ayo magambo yose, umuhanuzi Yeremiya ayavugira i Yeruzalemu, imbere ya Sedekiya, umwami wa Yuda.

7Icyo gihe ingabo z'umwami w'i Babiloni zarimo zigota Yeruzalemu n'imigi ya Yuda; naho iya Lakishi na Azeka, yari ikirwana inkundura, kuko ari yo yari isigaye ikomeye mu yindi yose ya Yuda.

### Abayisraheli bisubiza abacakara babo

8Dore ijambo Uhoraho yabwiye Yeremiya, nyuma y'uko umwami Sedekiya arahije umuryango wari i Yeruzalemu, bakiyemeza kurekura abacakara babo.

9Buri wese yagombaga kurekura abagaragu be b'Abahebureyi, abagabo n'abagore, bityo ntihagire uwongera guhaka umuvandimwe we w'Umuyuda.

10Abatware bose n'abandi bose bari biyemeje kurekura abacakara babo, abagabo cyangwa abagore, ntibazongere kubahaka ukundi, barabyubahirije, maze barabarekura.

11Nyamara ariko, nyuma yaho bisubiyeho, bisubiza abacakara bari barekuye, abagabo n'abagore, bongera kubakoresha nk'abacakara.

12Uhoraho abwira Yeremiya iri jambo:

13«Uhoraho, Imana ya Israheli avuze atya: Ni jyewe wagiranye iri sezerano n'abasokuruza banyu, igihe mbakuye mu gihugu cya Misiri, mu nzu y'ubucakara:

14'*Nyuma y'imyaka irindwi, buri muntu muri mwe azarekura umuvandimwe we w'Umuhebureyi uzaba yarishyize mu maboko ye; azakubera umugaragu imyaka itandatu, hanyuma umurekure.*'Ariko abasokuruza banyu ntibabyumvise, nta bwo banteze amatwi.

15Ariko rero ubu mwebwe mwari mwarigaruye, mukora ibintunganiye: buri wese muri mwe yemera kurekura mugenzi we, bityo mwuzuza indahiro mwagiriye imbere yanjye, mu Ngoro yitiriwe izina ryanjye.

16Nyuma ariko, mwageze aho mwisubiraho, musuzugura izina ryanjye, buri muntu asubirana abacakara be, abagabo n'abagore mwari mwararekuye, murongera mubakoresha nk'abacakara banyu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17None rero, Uhoraho avuze atya: Nta bwo mwanyumvise ngo buri muntu asubize ubwigenge umuvandimwe, cyangwa mugenzi we. Ubu rero jyewe — uwo ni Uhoraho ubivuze — ngiye kubateza inkota, icyorezo n'inzara, maze mbagire ikintu giteye ubwoba ibihugu byose by'isi.

18Naho abo bantu barenze ku ndahiro bangiriye, nzabatererana, kuko batakurikije amagambo y'isezerano twagiranye, igihe basaturaga cya kimasa mo kabiri bakanyura hagati yacyo.

19Abategetsi ba Yuda n'aba Yeruzalemu, abatware b'ibwami, abaherezabitambo n'abatuye igihugu bose, mbese abantu bose banyuze hagati y'ibice bibiri bya cya kimasa,

20nzabagabiza abanzi babo n'ababisha bashaka kubambura ubuzima; intumbi zabo zizaribwa n'inyoni zo mu kirere n'inyamaswa zo mu ishyamba.

21Naho Sedekiya, umwami wa Yuda, hamwe n'abatware be, nzabagabiza abanzi babo n'ababisha bashaka kubambura ubuzima; mbateze ingabo z'umwami w'i Babiloni umaze kubitarura gato.

22Ngiye guca iteka — uwo ni Uhoraho ubivuze — maze bagaruke kurwanya uyu mugi, bawugote, bawufate, banawutwike. Imigi ya Yuda nzayihindura amatongo, abaturage bayo bayicikemo.»

## Yeremiya 35

### Urugero rwa bene Rekabu

1Dore ijambo Uhoraho yabwiye Yeremiya ku ngoma ya Yoyakimu, mwene Yoziya, umwami wa Yuda:

2«Jya mu muryango wa Bene Rekabu, uganire na bo, ubazane mu Ngoro y'Uhoraho mu cyumba kimwe, maze ubazimanire divayi banywe.»

3Ubwo nafashe Yazaniya, mwene Yirimuyahu wa Habakiniya, abavandimwe be bose n'abahungu be bose, mbese umuryango wose w'Abarekabu.

4Nuko mbajyana mu Ngoro y'Uhoraho, mu cyumba cya Mwene Yohanani mwene Yigidaliyahu, umuntu w'Imana, iruhande rw'icyumba cy'abatware, hejuru y'icya Maseya, mwene Shalumi, umurinzi w'ingoro.

5Ntereka imbere y'umuryango w'Abarekabu utunoga twuzuye divayi, mbaha ibikombe maze ndababwira nti «Nimunywe divayi.»

6Ariko bo, baransubiza bati «Ntitunywa divayi kuko umukurambere wacu Yonadabu mwene Rekabu yabitubujije, agira ati 'Mwebwe n'abana banyu, ntimuzigere munywa divayi;

7ntimuzubake inzu, ntimuzabibe imbuto cyangwa ngo muhinge imizabibu, muri ibyo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

byose ntimuzagire icyo mutungamo; ahubwo muzature mu mahema igihe cyose muzaba mukiriho kugira ngo muzashobore kuramba muri iki gihugu mutuyemo.'

8Twumviye itegeko twasigiwe n'umukurambere wacu Yonadabu mwene Rekabu; ntitwanywa divayi na rimwe, ari twe ubwacu, abagore bacu, abahungu n'abakobwa bacu;

9ntitwubatse amazu yo guturamo, ntitwigeze dutunga imizabibu, imirima cyangwa imbuto ziribwa;

10ahubwo twemeye gutura mu mahema. Twarumviye, dukora icyo umukurambere wacu Yonadabu yadutegetse.

11Cyakora, igihe Nebukadinetsari, umwami w'i Babiloni yateraga iki gihugu, ni ho twagize tuti 'Nimuze twinjire muri Yeruzalemu, maze duhunge ingabo z'Abakalideya n'iz'Abaramu!' Nguko uko twatuye i Yeruzalemu.»

12Nuko, Uhoraho abwira Yeremiya iri jambo:

13«Uhoraho Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli, avuze atya: Genda ubwire abantu ba Yuda n'abatuye Yeruzalemu uti 'Ese muzageza ubwo mwemera kandi mugatega amatwi amagambo yanjye? Uwo ni Uhoraho ubivuga.

14Yonadabu mwene Rekabu yasize abujije abana be kunywa divayi, barabyubahiriza. Bumviye amabwiriza y'umukurambere wabo, ntibigera na rimwe banywa divayi kugeza na n'ubu. Nyamara jyewe wakomeje kubabwira mbihanangiriza ubudahwema, ntimwigeze munyumvira.

15Sinahwemye kubatumaho abagaragu banjye b'abahanuzi, ngira nti 'Buri wese nareke imyifatire ye mibi, muvugurure imikorere yanyu, maze mwoye kwiruka inyuma y'izindi mana ngo muzikorere, bityo muzaramba ku butaka nabahaye, mwebwe n'abasokuruza banyu!' Ariko, ntimwanteze amatwi, ntimwanyumvise.

16Bene Yonadabu bubahirije amabwiriza basigiwe n'umukurambere wabo, ariko uyu muryango wo, wanze kunyumvira.

17Ni yo mpamvu Uhoraho, Imana Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli agize ati 'Ubu, ngiye guteza Yuda n'abaturage ba Yeruzalemu ibyago byose nabageneye, kuko nababwiye ntibanyumve, nanababahamagara ntibanyitabe.'»

18Nuko Yeremiya abwira umuryango wa Bene Rekabu, ati «Uhoraho, Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli avuze atya: Kubera ko mwubahirije amabwiriza y'umukurambere wanyu Yonadabu, mugakurikiza amategeko ye yose, kandi mugashyira mu bikorwa ibyo yari yabasabye byose,

19kubera iyo mpamvu, Uhoraho Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli, avuze atya: Muri bene Yonadabu mwene Rekabu, nta na rimwe hazabura abazakomeza gutura kuri iyi si, bagahora imbere yanjye.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Yeremiya 36

### IMIBABARO YA YEREMIYA
#### Ubutumwa bwa Yeremiya bwandikwa

1Mu mwaka wa kane Yoyakimu mwene Yoziya, umwami wa Yuda ari ku ngoma, Uhoraho abwira Yeremiya iri jambo:

2«Fata umuzingo w'igitabo, wandikemo amagambo nakubwiye yose, yerekeye Yeruzalemu, Yuda n'andi mahanga yose kuva umunsi natangiye kukuvugisha, uhereye ku ngoma ya Yoziya, kugeza ubu.

3Ahari abo mu muryango wa Yuda, nibumva ibibi byose niyemeje kubagirira, bizababatera kugaruka, buri muntu areke imyifatire ye mibi; bityo nzashobore kubababarira ubugome bwabo n'ibyaha byabo.»

4Nuko Yeremiya yiyambaza Baruki mwene Neriya, akamubwira na we akandika mu gitabo amagambo yose Uhoraho yari yaramubwiye.

5Hanyuma, Yeremiya yinginga Baruki, ati «Mfite impamvu, sinemerewe kwinjira mu Ngoro y'Uhoraho.

6Genda wowe ubwawe, amagambo y'Uhoraho ari muri icyo gitabo nakwandikishije; uyasomere imbaga mu Ngoro ku munsi wo gusiba kurya, uyasomere kandi n'abantu bose bo mu gihugu cya Yuda baturutse mu migi yabo.

7Ahari wenda byababatera kwinginga Uhoraho, maze buri wese akareka imyifatire ye mibi, kuko uburakari n'umujinya Uhoraho afitiye uyu muryango, birengeje urugero.»

8Baruki mwene Neriya akorana umutima mwiza ibyo umuhanuzi Yeremiya yari yamusabye byose; asomera mu Ngoro cya gitabo cyarimo amagambo y'Uhoraho.

9Mu kwezi kwa cyenda k'umwaka wa gatanu Yoyakimu mwene Yoziya, umwami wa Yuda ari ku ngoma, bahamagaza abantu bose b'i Yeruzalemu n'abo mu migi ya Yuda bazaga i Yeruzalemu, kugira ngo basibe kurya imbere y'Uhoraho.

10Nuko Baruki asoma mu gitabo amagambo ya Yeremiya. Bari mu ngoro, mu cyumba cya Gemariyahu mwene Shafani umunyacyubahiro, mu nkike ya ruguru, ahagana mu mwinjiro w'Umuryango Mushya w'Ingoro y'Uhoraho. Rubanda rwose rwashoboraga kumva.

11Mikayehu mwene Gemariyahu wa Shafani, amaze kumva amagambo y'Uhoraho yanditse mu gitabo,

12yaramanutse ajya mu ngoro y'umwami, mu cyumba cy'ubwanditsi, asanga abanyacyubahiro bose ari ho bateraniye. Hari umwanditsi Elishama, Delayahu mwene Shemayahu, Elinatani mwene Akibori, Gemariyahu mwene Shafani, Sedekiya mwene Hananiya, n'abandi banyacyubahiro bose.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Mikayehu yabamenyesheje amagambo yose yari yumvise igihe Baruki
yayasomeraga rubanda.

14Nuko abo banyacyubahiro bose batuma kuri Baruki, bamwoherezaho Yehudi
mwene Netaya, na Shelemiya mwene Kushi, kumubwira bati «Fata icyo gitabo
wasomeye rubanda, maze uze.» Baruki, mwene Neriya, afata icyo gitabo, maze
arabasanga.

15Baramubwira bati «Icara, maze uyadusomere twumve.» Nuko Baruki
arayabasomera.

16Bamaze kumva amagambo yose, bashya ubwoba, bararebana. Hanyuma babwira
Baruki bati «Aya magambo yose tugomba kuyabwira umwami.»

17Nuko bamwinginga bagira bati «Tubwire ukuntu wanditse aya magambo yose.»

18Baruki arabasubiza ati «Ni Yeremiya wayambwiraga yose, nanjye nkayandikisha
wino muri iki gitabo.»

19Nuko abo bategetsi babwira Baruki, bati «Genda wihishe, wowe na Yeremiya,
ntihagire umuntu umenya aho muri.»

20Nuko babika icyo gitabo mu cyumba cy'umunyamabanga Elishama, hanyuma
basanga umwami iwe, bamutekerereza ibyari byabaye byose.

21Umwami yohereje Yehudi gushaka icyo gitabo, akizana agikuye mu cyumba
cy'umunyamabanga Elishama, maze agisomera umwami n'abatware bose bari
bahagaze bamukikije.

22Umwami yari yicaye mu nzu yabagamo mu gihe cy'itumba; ubwo hari mu kwezi
kwa cyenda, imbere ye hakaba hacanye umuriro mu cyotezo.

23Uko Yehudi yamaraga gusoma ibice nka bitatu cyangwa bine, umwami
yabikegeteshaga akuma k'abanditsi, akabijugunya mu muriro hejuru y'icyotezo,
kugeza ubwo igitabo cyose gikongotse.

24Ubwo kandi, ari umwami, ari n'abagaragu be, bumvise ayo magambo yose,
ntibagira ubwoba cyangwa ngo bashishimure imyambaro yabo.

25Nyamara ariko, Elinatani, Delayahu na Gemaliyahu binginze umwami ngo asigeho
gutwika icyo gitabo, ariko abima amatwi.

26Nuko umwami ategeka igikomangoma Yerahameyeli, Serayahu mwene Aziriyeli na
Shelemiyahu mwene Abudeyeli ngo bafate umwanditsi Baruki n'umuhanuzi
Yeremiya. Uhoraho ariko yari yabahishe.

27Umwami amaze gutwika igitabo cyarimo amagambo Baruki yari yanditse
ayabwiwe na Yeremiya, Uhoraho abwira Yeremiya iri jambo:

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

28«Fata ikindi gitabo, wandikemo amagambo yose yari yanditse muri cya gitabo cya mbere, Yoyakimu, umwami wa Yuda yatwitse.

29Naho Yoyakimu, umubwire uti 'Uhoraho avuze atya: Wowe watwitse cya gitabo unshinja ko nanditsemo ngo umwami w'i Babiloni azaza kuyogoza iki gihugu, atsembe abantu n'inyamaswa!

30Ni yo mpamvu Uhoraho avuze atya kuri Yoyakimu, umwami wa Yuda: Ntazagira umusimbura ku ntebe y'ubwami bwa Dawudi, n'umurambo we uzanama ku nkuba y'izuba ry'amanywa n'imbeho y'ijoro.

31We ubwe, abamukomokaho n'abagaragu be, nzabahanira ibyaha byabo; maze bo ubwabo, abaturage ba Yeruzalemu n'aba Yuda, nzabateze ibyago bikomeye byose nakomeje kubakangisha, ariko bakanga kunyumva.'»

32Nuko Yeremiya ashaka ikindi gitabo, agiha umwanditsi Baruki mwene Neriya, na we yandikamo ya magambo yose yari mu gitabo cyatwitswe na Yoyakimu, umwami wa Yuda, ayabwirwa na Yeremiya. Haje kandi kongerwaho andi amagambo menshi ateye nk'ayo.

## Yeremiya 37

### Sedekiya agisha inama Yeremiya

1Sedekiya mwene Yoziya, yasimbuye Koniyahu mwene Yoyakimu ku ntebe y'ubwami, ari we Nebukadinetsari, umwami w'i Babiloni, yari yarimitse mu gihugu cya Yuda.

2Ariko, ari we, ari abagaragu be, ari n'abaturage b'icyo gihugu, bari barimye amatwi amagambo Uhoraho yavuze yifashishije umuhanuzi Yeremiya wari waratorewe uwo murimo.

3Umwami Sedekiya yohereza Yukali mwene Shelemiya n'umuherezabitambo Sefaniyahu mwene Maseya, abatuma kuri Yeremiya kumubwira bati «Ndakwinginze, dutakambire kuri Uhoraho Imana yacu!»

4Icyo gihe Yeremiya yarishyiraga akizana mu muryango we; yari atarafungwa.

5Icyo gihe, ingabo za Farawo zari zihagurutse mu Misiri; nuko Abakalideya bari bagose Yeruzalemu, bamenye iyo nkuru, bajya kubatanga imbere.

6Uhoraho ni ko kubwira umuhanuzi Yeremiya, ati

7«Uhoraho, Imana ya Israheli avuze atya: Umwami wa Yuda wabohereje ngo mungishe inama, muzamubwire muti 'Ingabo za Farawo zahagurutse mu Misiri zije kubatabara, zizasubira mu gihugu cyazo cya Misiri.

8Abakalideya bazagaruka gutera uyu mugi, bawufate maze bawutwike.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Uhoraho avuze atya: «Ntimwibeshye mukeka ko Abakalideya bavuye iwanyu ubutazagaruka; nta ho bagiye.

10N'iyo mwaba mwatsembye ingabo z'Abakalideya zibugarije, inkomere zarokoka zava mu mahema yazo, zigatwika uyu mugi.'»

### Yeremiya aregwa kuba umugambanyi

11Igihe ingabo z'Abakalideya zavaga mu mugi wa Yeruzalemu zikanze iza Farawo,

12Yeremiya yasohotse i Yeruzalemu ashaka kujya mu gihugu cya Benyamini, azinduwe no guhabwa umunani mu muryango we.

13Ageze ku irembo rya Benyamini, ahasanga umutware w'abarinzi witwaga Yiriya mwene Shelemiya wa Hananiya. Uwo murinzi yataye muri yombi umuhanuzi Yeremiya, agira ati «Ugiye mu Bakalideya!»

14Yeremiya arasubiza ati «Urabeshya, singiye mu Bakalideya!» Nyamara ariko Yiriya ntiyashaka kumwumva, ahubwo aramufata amujyana imbere y'abatware.

15Abo batware baramurakarira, baramukubita, maze bamufungira mu nzu y'umunyamabanga Yehonatani yari yarahinduwemo uburoko.

16Ubwo rero Yeremiya afungirwa mu nzu iri hasi y'izindi, amaramo igihe kirekire.

### Sedekiya abonana na Yeremiya mu ibanga

17Hanyuma, umwami Sedekiya ategeka ko bamumuzanira. Nuko amujyana iwe rwihishwa, aramubaza ati «Hari ijambo Uhoraho yakubwiye?» Yeremiya arasubiza ati «Rirahari», ndetse yongeraho ati «Ugiye kuzatabwa mu maboko y'umwami w'i Babiloni.»

18Yeremiya arongera abwira Sedekiya, ati «Ni ikihe cyaha nagukoreye wowe, n'abagaragu bawe, n'umuryango wawe, kugira ngo mube mwarandoshye mu buroko?

19Ese ba bahanuzi banyu bari he, bamwe bababwiraga ko mwebwe n'igihugu cyanyu mutagomba kwikanga igitero cy'umwami w'i Babiloni?

20None rero, mwami, mutegetsi wanjye, wumve neza icyo ngusaba: ntunsubize mu nzu y'umunyamabanga Yehonatani, ntava aho mpapfira.»

21Umwami Sedekiya ategeka ko bafungira Yeremiya mu gikari cy'inzu y'imbohe, kandi bakajya buri munsi bamuha umugati uguzwe ku muhanda w'abayikora; kugeza ubwo imigati izashira mu mugi. Nguko uko Yeremiya yagumye mu gikari cy'imbohe.

## Yeremiya 38

### Ebedi Meleki akura Yeremiya mu iriba

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1Shefatiya mwene Matani, Gedaliyahu mwene Pashuri, Yukali mwene Shelemiyahu na Pashuri mwene Milikiya bumva amagambo Yeremiya yasubiriragamo rubanda rwose.

2Yaravugaga ati «Uhoraho avuze atya: Umuntu wese uzaguma muri uyu mugi, azicwa n'inkota, n'inzara n'icyorezo; ariko uzawuvamo akayoboka Abakalideya azabaho, azashimishwa n'uko yarokoye ubugingo bwe, maze yibereho!

3Uhoraho aragira ati 'Ni koko, uyu mugi uzagabizwa ingabo z'umwami w'i Babiloni, azawigarurire.'»

4Nuko abo batware babwira umwami, bati «Uyu muntu akwiye kwicwa, kuko iyo avuga amagambo ameze atya, mu by'ukuri aba aca intege abantu bose, n'ingabo zisigaye muri uyu mugi. Koko kandi, uyu muntu nta bwo ashakira rubanda amahoro, ahubwo arabashakira amakuba!»

5Umwami Sedekiya arabasubiza ati «Dore nguwo ari mu maboko yanyu; umwami nta cyo ari bubatware.»

6Ubwo bafata Yeremiya, bamujugunya mu iriba ry'igikomangoma Malikiyahu ryari mu gikari cy'inzu y'imbohe, bamumanurisha imigozi. Muri iryo riba nta mazi yari akirimo, ahubwo hari huzuyemo isayo. Yeremiya rero arigita muri iyo sayo.

7Ebedi Meleki w'Umunyakushi, umukone wakoraga mu gikari cy'ibwami, yumva ko bashyize Yeremiya mu iriba; ubwo umwami yari yicaye ku irembo rya Benyamini.

8Ebedi Meleki ava ibwami, asanga umwami, aramubwira ati

9«Mwami, mutegetsi wanjye, ibyo bariya bantu bakoreye umuhanuzi Yeremiya ni ubugome; bamujugunye mu iriba, none agiye kugwa mu mwobo yishwe n'inzara, kuko nta mugati ukiboneka mu mugi.»

10Nuko umwami ategeka Ebedi Meleki w'Umunyakushi, ati «Fata abantu batatu, mujyane gukura umuhanuzi Yeremiya mu iriba atarapfa.»

11Ebedi Meleki ajyana n'abo bantu, ajya ibwami yinjira mu nzu y'ububiko, ahakura ibitambaro bishaje, maze abihereza Yeremiya akoresheje imigozi.

12Ebedi Meleki w'Umunyakushi abwira Yeremiya, ati «Ibyo bitambaro bishaje bishyire mu maha mu nsi y'imigozi.» Yeremiya abigenza atyo.

13Nuko bakurura Yeremiya, bakoresheje ya migozi, bamuzamura mu iriba, maze aguma mu gikari cy'inzu y'imbohe.

### Sedekiya aganira na Yeremiya ubwa nyuma

14Umwami Sedekiya ategeka ko bamushakira Yeremiya bakamumusangisha ku muryango wa gatatu w'Ingoro y'Uhoraho. Umwami abwira Yeremiya, ati «Hari icyo ngiye kukubaza, ntukimpishe.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Yeremiya asubiza Sedekiya, ati «Ninkubwira ukuri uzanyica, kandi ninkugira inama ntuzayikurikiza!»

16Umwami Sedekiya amurahira biherereye, ati «Ndahiye mu izina ry'Uhoraho Nyir'ubuzima, sinzakwica cyangwa ngo nkwegurire aba bantu bashaka kukwambura ubuzima.»

17Yeremiya abwira Sedekiya, ati «Uhoraho Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli avuze atya: Nusohoka ku bwawe, ugasanga abatware b'ingabo z'umwami w'i Babiloni, uzarokora ubuzima bwawe, kandi uyu mugi ntuzatwikwa, ndetse uzabaho wowe n'abo mu muryango wawe.

18Ariko, niwanga gusanga abatware b'ingabo z'umwami w'i Babiloni, Abakalideya bazigabiza uyu mugi, bawutwike, kandi nawe ntuzabava mu nzara.»

19Umwami Sedekiya asubiza Yeremiya, ati «Ikinteye impungenge, ni Abayuda bagiye mu Bakalideya, kuko bashobora kubangabiza, bakanyica urubozo.»

20Yeremiya arasubiza ati «Nta cyo bazagutwara; gusa wowe tega amatwi ijwi ry'Uhoraho, wumve icyo nkubwira, bityo uzabaho mu mahoro, ukize ubuzima bwawe.

21Nyamara ariko niwanga kubishyira, dore uko bizakugendekera:

22abagore bose bakiri mu ngoro y'umwami wa Yuda bazashyirwa abatware b'ingabo z'umwami w'i Babiloni. Abo bagore bazavuga bati 'Incuti zawe zaragushutse zigera ku byo zari zigambiriye; none ibirenge byawe birasaya mu cyondo, bo bigendeye!'

23Ni koko, abagore bawe bose n'abana bawe bazashyirwa Abakalideya; kandi nawe ntuzabava mu nzara, uzafungwa ugume mu maboko y'umwami w'i Babiloni, naho uyu mugi wo, uzatwikwa.»

24Sedekiya abwira Yeremiya, ati «Ntihazagire umuntu umenya ibyo twaganiriye, bitazakuviramo gupfa!

25Abatware nibamenya ko twaganiriye bakaza kugushimuza ngo 'Tubwire ibyo wamenyesheje umwami n'ibyo umwami yakubwiye; naho ubundi nubiduhisha urapfa',

26uzasubize uti 'Ningingaga umwami musaba imbabazi ngo atanyohereza gupfira mu nzu ya Yehonatani.'»

27Koko rero, abatware bose baje kubaza Yeremiya, maze mu kubasubiza ntiyarenga ku mabwiriza y'umwami; bityo na bo ntibirirwa bamuhata, ikiganiro cy'umwami kiguma mu ibanga.

28Yeremiya rero aguma mu gikari cy'inzu y'imbohe kugeza igihe Yeruzalemu ifatiwe. Ni ho yari ari, ubwo Yeruzalemu yafatwaga.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Yeremiya 39

## Ifatwa rya Yeruzalemu

1Mu kwezi kwa cumi k'umwaka wa cyenda w'ingoma ya Sedekiya, umwami wa Yuda, ni bwo Nebukadinetsari, umwami w'i Babiloni, yazanye n'ingabo ze zose atera Yeruzalemu, maze umugi arawugota.

2Ku munsi wa cyenda w'ukwezi kwa kane mu mwaka wa cumi n'umwe w'ingoma ya Sedekiya, umugi bawucamo icyuho.

3Abatware b'ingabo z'umwami w'i Babiloni bawinjiramo, bigarurira ahagana ku Muryango wo hagati. Abo ni Nerigali-Sareseri, Samugari-Nebo, Sari-Sekimu umunyacyubahiro, na Nerigali-Sareseri umujyanama mukuru, n'abandi batware b'imitwe y'ingabo bose.

4Sedekiya, umwami wa Yuda, n'ingabo ze zose bababonye barahunga, basohoka mu mugi nijoro, banyura mu irembo riri hagati y'inkike zombi, hafi y'umurima w'Umwami, bagenda berekeje iy'Araba.

5Nyamara ingabo z'Abakalideya zirabakurikirana, zifatira Sedekiya mu kibaya cy'i Yeriko. Nuko zimuta muri yombi zimushyira Nebukadinetsari, umwami w'i Babiloni, aho yari i Ribula mu gihugu cya Hamati, kugira ngo amucire urubanza.

6Umwami w'i Babiloni yica abahungu ba Sedekiya abyirebera, yica kandi n'abanyacyubahiro bose ba Yuda.

7Hanyuma, anogoramo amaso ya Sedekiya, amubohesha umunyururu w'inyabubiri w'umuringa, maze bamujyana i Babiloni.

8Hanyuma Abakalideya batwika ingoro y'umwami n'amazu y'abaturage, inkike za Yeruzalemu barazisenyagura.

9Nebuzaradani, umutware w'abarinda umwami, ajyana bunyago i Babiloni abaturage bari basigaye mu mugi, n'ingabo zari zaganjwe zikishyira mu maboko ye, hamwe n'abanyabukorikori bari bahasigaye.

10Ariko mu gihugu cya Yuda ahasiga abakene gusa batari bafite icyo batunze, nuko asiga abahaye imizabibu n'imirima.

11Naho ku byerekeye Yeremiya, Nebukadinetsari, umwami w'i Babiloni, yari yihanangirije Nebuzaradani umutware w'abarinda umwami, agira ati

12«Umwishingire, umwiteho, ntumugirire nabi, kandi umugenzereze uko abishaka.»

13Nebuzaradani umukuru w'abarinda umwami, Nebushazibani umukuru w'abagaragu b'ibwami, na Nerigali-Sareseri umujyanama mukuru, hamwe n'abandi batware b'ingabo z'umwami w'i Babiloni,

14bohereza abantu kuvana Yeremiya mu gikari cy'inzu y'imbohe, bamushinga

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Gedaliyahu mwene Ahikamu wa Shafani, ngo amucumbikire. Yeremiya aguma atyo rwagati muri rubanda.

### Ebedi Meleki azarokoka

15Igihe Yeremiya yari afungiye mu gikari cy'inzu y'imbohe, Uhoraho yaramubwiye ati

16«Genda ubwire Ebedi Meleki w'Umunyakushi uti 'Uhoraho, Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli avuze atya: Ngiye kurangiriza kuri uyu mugi amagambo yanjye yose nawuvugiyeho, awuteze ibyago aho kuwuha guhirwa. Icyo gihe kandi uzaba ubyirebera.

17Kuri uwo munsi, nzagutabara — uwo ni Uhoraho ubivuze — nta bwo uzagwa mu maboko y'abagukangaranya.

18Nzagukiza, ntuzicishwa inkota: nunyiringira uzashimishwa n'uko ubuzima bwawe burokotse — uwo ni Uhoraho ubivuze!'»

## Yeremiya 40

### Yeremiya acumbika kwa Gedaliyahu

1Dore uko Uhoraho yarwanye kuri Yeremiya, igihe yari i Rama abohesheje iminyururu hamwe n'izindi mfungwa zose za Yeruzalemu n'iza Yuda, zari zijyanywe bunyago i Babiloni.

2Nebuzaradani, umutware w'abarinda umwami, yamukuye muri iyo mbaga, aramuhamagaza maze aramubwira ati «Uhoraho Imana yawe ni yo yiyemeje guteza aya makuba yose aha hantu.

3None dore birabaye, Uhoraho akoze uko yari yarabivuze abihanangiriza. Impamvu iki cyago kibagwiririye, ni uko mwacumuriye Uhoraho, ntimwumve ijwi rye.

4Ubu rero, ngaho ngiye kuguhamburaho iminyururu ikuboshye ibiganza; niba ushaka kumperekeza i Babiloni, uze nzakwitaho, niba kandi bitagushimishije kujyana nanjye, wirorerere. Reba iki gihugu kiri imbere yawe, ushobora kujya aho ubona hatakubangamiye.»

5Ariko, kubera ko Yeremiya yatindiganije guhindukira, aramubwira ati «Ushobora kujya kwa Gedaliyahu, mwene Ahikamu wa Shafani, ni we umwami w'i Babiloni yagize umutware w'imigi ya Yuda, maze ugumane na we rwagati muri rubanda; cyangwa ujye aho ubona hose hagutunganiye.» Hanyuma umutware w'abarinda umwami amuha impamba n'amaturo, maze aramusezerera.

6Nuko Yeremiya ajya i Misipa kwa Gedaliyahu mwene Ahikamu, acumbika iwe, mu baturage rwagati bari basigaye mu gihugu.

### Gedaliyahu, umutegeka w'igihugu cya Yuda (2 Bami 25,22–24)

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7Abatware b'ingabo zari zarahungiye mu misozi n'abantu babo, baza kumenya ko umwami w'i Babiloni yagabiye Gedaliyahu mwene Ahikamu, akamugira umutware w'igihugu, akamwegurira abagabo, abagore, abana, mbese abaturage bose batari bajyanywe bunyago i Babiloni.

8Ubwo rero, bahise basanga Gedaliyahu i Misipa. Muri bo hari Yishimayeli mwene Netaniyahu, Yohanani na Yonatani bene Kareya, Seraya mwene Tanihumeti, bene Efayi w'i Netofa, Yizaniyahu mwene Maka; abo bose kandi bari kumwe n'ingabo zabo.

9Gedaliyahu mwene Ahikamu wa Shafani, aberurira ku mugaragaro, bo n'ingabo zabo, ati «Ntimutinye gukorera Abakalideya. Nimugume mu gihugu cyanyu, mukorere umwami w'i Babiloni muzagubwa neza.

10Jyewe nzaguma i Misipa, mbahakirwe ku Bakalideya baza iwacu, naho mwebwe, muzasarure imizabibu n'imbuto n'amavuta, muhunike maze mwigumire mu migi murimo.»

11Abayuda bose bari i Mowabu, mu Bahamoni no muri Edomu cyangwa mu bindi bihugu, baza kumenya ko umwami w'i Babiloni yari yasize abacitse ku icumu mu gihugu cya Yuda, maze abashinga Gedaliyahu, mwene Ahikamu wa Shafani, ngo ababere umutware.

12Nuko Abayuda bose baturutse aho bari baratatanyirijwe hose, bageze mu gihugu cya Yuda kwa Gedaliyahu i Misipa, basarura imizabibu myinshi n'imbuto nyinshi.

### Urupfu rwa Gedaliyahu

(2 Bami 25–26)

13Yohanani mwene Kareya n'abatware b'ingabo bose bari barahungiye mu misozi, bageze kwa Gedaliyahu i Misipa,

14baramubwira bati «Ese uzi ko Balisi, umwami w'Abahamoni, yahaye Yishimayeli mwene Netaniya, itegeko ryo kukwica?» Ubwo ariko Gedaliyahu mwene Ahikamu yanga kubyemera.

15Nuko Yohanani mwene Kareya abariza Gedaliyahu i Misipa mu ibanga, ati «Nyemerera, ngende nice Yishimayeli mwene Netaniya, kandi nta muntu uzabimenya. Ese urashaka ko aba ari we ugutanga akakwica? Abayuda bose bakugenderaho baba bagowe, maze abasigaye muri Yuda bose bagashirira ku icumu!»

16Gedaliyahu mwene Ahikamu asubiza Yohanani mwene Kareya, ati «Ntuzabikore! Ibyo uvuga kuri Yishimayeli ni ibinyoma.»

## Yeremiya 41

1Mu kwezi kwa karindwi, Yishimayeli mwene Netaniya wa Elishama, wari ufitanye isano n'umwami akaba n'umwe mu banyacyubahiro bakomeye b'ibwami, aza i

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Misipa kwa Gedaliyahu, aherekejwe n'abagabo cumi, maze bafungurira hamwe.

2Icyo gihe ni bwo Yishimayeli mwene Netaniya, n'abo bagabo cumi bari bamuherekeje, bicishije inkota Gedaliyahu mwene Ahikamu; bica batyo uwo umwami w'i Babiloni yari yarahaye gutegeka igihugu.

3Yishimayeli yica n'Abayuda bose bari kumwe na Gedaliyahu i Misipa, atsemba n'ingabo z'Abakalideya bari aho.

4Ku munsi wa kabiri w'urupfu rwa Gedaliyahu, nta muntu n'umwe wari wakabimenya.

5Nuko, i Sikemu, i Silo n'i Samariya, haturuka abagabo mirongo inani bogoshe ubwanwa, batanyuye imyambaro yabo kandi birasaze umubiri, bari bazanye amaturo n'ububani bigenewe Ingoro y'Uhoraho.

6Yishimayeli mwene Netaniya asohoka i Misipa abasanganiye, uko ateye intambwe akarira. Abagezeho arababwira ati «Nimuze murebe Gedaliyahu mwene Ahikamu!»

7Ngo bagere mu mugi rwagati, Yishimayeli mwene Netaniya, afatanyije n'abantu bari kumwe na we, barabica maze intumbi zabo bazijugunya mu rwobo rwuzuyemo amazi.

8Ariko muri abo bantu havamo icumi babwira Yishimayeli, bati «Witwica, twahishe mu gisambu ibintu byinshi birimo ingano nini, n'iza bushoki, amavuta y'imizeti n'ubuki.» Nuko arabareka, ntiyabicana n'abavandimwe babo.

9Urwobo Yishimayeli yatayemo imirambo y'abantu yari yishe rwari runini, ni rwo umwami Asa yari yaracukuye igihe atewe na Bayesha umwami wa Israheli. Nuko Yishimayeli mwene Netaniya, arwuzuzamo abantu yishe.

10Yishimayeli rero agira imfungwa abantu bose bari basigaye i Misipa: abakobwa b'umwami, n'abantu bose bari bagituye i Misipa, mbese ba bandi Nebuzaradani, umutware w'abarinda umwami, yari yarashinze Gedaliyahu mwene Ahikamu. Yishimayeli mwene Netaniya abajyana bose ari imbohe, maze aragenda yerekeza mu Bahamoni.

11Yohanani mwene Kareya, n'abatware b'ingabo bari kumwe na we, bumvise ibibi byose Yishimayeli mwene Netaniya yakoze,

12bakoranya abantu babo bose, maze bajya kurwanya Yishimayeli mwene Netaniya, bamusanga hafi y'ikidendezi kinini cy'i Gibewoni.

13Abantu bose bari kumwe na Yishimayeli, babonye Yohanani mwene Kareya n'abatware b'ingabo bamuherekeje, basagwa n'ibyishimo.

14Abo bantu bose Yishimayeli yari yaravanye i Misipa, barahindukira, bisangira Yohanani mwene Kareya.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[15]Naho Yishimayeli mwene Netaniya, ngo abone ko Yohanani mwene Kareya yamusatiriye, ahungana n'abantu munani bacikira mu gihugu cy'Abahamoni.

[16]Yohanani mwene Kareya n'abatware b'ingabo bari bamuherekeje, bishingira abantu bari basigaye, bamwe Yishimayeli mwene Netaniya yari yazanye ari imbohe abavanye i Misipa, igihe yishe Gedaliyahu mwene Ahikamu. Abo bose rero, ari abagabo, abagore n'abana, ari n'abarinzi b'ibwami, babavana i Gibewoni, barabagarura.

[17]Bashyira nzira baragenda, bahagarara ku ngando y'i Kimuhamu, hafi ya Betelehemu, bitegura kujya mu Misiri.

[18]Ubwo nyine bahungaga Abakalideya kuko babatinyaga, kubera Yishimayeli mwene Netaniya wari warishe Gedaliyahu mwene Ahikamu, wa wundi umwami w'i Babiloni yari yarahaye gutegeka igihugu.

## Yeremiya 42

### Yeremiya ajyanwa mu Misiri ku gahato

[1]Abatware bose b'ingabo, barimo Yohanani mwene Kareya na Azariya mwene Hoshaya, n'imbaga yose, abakuru n'abato,

[2]begera umuhanuzi Yeremiya, baramubwira bati «Ibyo tugusaba ubyumve! Dutakambire kuri Uhoraho Imana yawe, twebwe abacitse ku icumu — ni koko, dore dusigaye turi mbarwa kandi twarahoze turi benshi nk'uko nawe ubyirebera —

[3]kugira ngo Uhoraho Imana yawe, atwereke inzira twakurikira, n'icyo twakora.»

[4]Umuhanuzi Yeremiya arabasubiza ati «Numvise! Ngiye kubatakambira kuri Uhoraho Imana yanyu, nk'uko mubyifuza. Ijambo ryose Uhoraho azansubiza nzaribagezaho nta cyo mbahishe.»

[5]Na bo baramwemerera bati «Uhoraho azadushinje atabereye: tuzakurikiza ijambo Uhoraho Imana yawe azakudutumaho.

[6]Ryaba ritunyuze cyangwa ritatunyuze, tuzumva ijwi ry'Uhoraho Imana yawe tukoherejeho; kandi byose bizaba mahire, kuko tuzumva ijwi ry'Uhoraho Imana yacu.»

[7]Nyuma y'iminsi cumi, ijambo ry'Uhoraho ribwirwa Yeremiya.

[8]Na we ahamagara Yohanani mwene Kareya, hamwe n'abatware b'ingabo bose bari kumwe na we, n'imbaga yose, abakuru n'abato,

[9]arababwira ati «Uhoraho Imana ya Israheli, we mwanyoherejeho kugira ngo mbatakambire, avuze atya:

[10]Nimwemera kuguma muri iki gihugu, nzabubaka, ubutazongera kubarimbura;

nzabatera noye kuzabarandura ukundi, kuko nicujije ikibi nabagiriye.

11Ntimutinye umwami w'i Babiloni ubatera gukangarana! Ntimuzongera kumutinya — uwo ni Uhoraho ubivuze — kuko ndi kumwe namwe kugira ngo mbagobotore mu maboko ye.

12Nzabagira abaterambabazi kugira ngo abagirire impuhwe, maze abarekere mu gihugu cyanyu.

13Ariko nimwanga kumva ijwi ry'Uhoraho, Imana yanyu, muvuga ngo 'Ntidushaka kuguma muri iki gihugu,

14ahubwo turashaka kujya mu Misiri, aho tutazongera ukundi guhura n'intambara, ntituzongere no kumva ijwi ry'ihembe, cyangwa ngo tubure umugati; ni ho dushaka gutura'...

15niba rero, bantu ba Yuda mwacitse ku icumu, ari uko muvuze, nimwumve uko Uhoraho Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli ababwira nimuramuka mugenje mutyo: Niba koko mwiyemeje gushyira nzira mukajya mu Misiri ngo ni ho muhungiye,

16inkota mutinya izabasanga aho mu gihugu cya Misiri, inzara ibakangaranya izabagendaho kugera mu Misiri, ndetse ni na ho muzapfira!

17Abantu bose biyemeje guhungira mu Misiri, bazahapfira bishwe n'inkota, inzara, ndetse n'icyorezo. Nta n'umwe uzacika ku icumu cyangwa ngo arokoke icyago ngiye kubohereza.

18Ni koko, Uhoraho Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli avuze atya: Nk'uko umujinya wanjye n'uburakari bwanjye byivunduriye ku baturage ba Yeruzalemu, ni na ko bizabavunduriraho nimugera mu Misiri. Muzaba ibivume, mube ibicibwa, muhore munegurwa kandi musekwa, n'iki gihugu ntimuzongera kukibona ukundi.

19Bantu ba Yuda mwacitse ku icumu, Uhoraho arabihanangirije agira ati 'Ntimujye mu Misiri!' Mumenye ko uyu munsi mbaburiye ku mugaragaro.

20Mwikozeho, igihe munyohereje kuri Uhoraho Imana yanyu, mugira muti 'Dutakambire kuri Uhoraho Imana yacu, maze utubwire ibyo azaba yategetse, tuzabikora.'

21Maze kubibabwira, ariko ntimwumva ijwi ry'Uhoraho Imana yanyu, nta n'icyo mwumva mu byo yanyohereje kubabwira.

22Ubu rero nimumenye neza ko muzicwa n'inkota, inzara, ndetse n'icyorezo, mukagwa aho mugiye guhungira.»

## Yeremiya 43

1Yeremiya amaze kugeza kuri rubanda amagambo yose Uhoraho yari yamutumye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kubabwira,

2Azariya mwene Hoshaya, na Yohanani mwene Kareya, hamwe n'abandi bagabo b'indakoreka barahaguruka, babwira Yeremiya bati «Ibyo uvuga ni ibinyoma; Uhoraho Imana yacu ntiyagutumye kutubwira ngo 'Ntimuhungire mu Misiri!'

3Ahubwo Baruki mwene Neriya ni we ukoshya kuturwanya; arashaka kutugabiza Abakalideya ngo batwice, cyangwa ngo batujyane bunyago i Babiloni.»

4Ari Yohanani mwene Kareya, ari n'abatware b'ingabo, ari n'abandi bose, nta n'umwe witaye ku ijwi ry'Uhoraho, wabasabaga kuguma mu gihugu cya Yuda.

5Yohanani mwene Kareya, n'abatware b'ingabo, bahata Abayuda bari basigaye bacitse ku icumu, ngo bajyane na bo; bajyana batyo ba bandi bari baragarutse gutura muri Yuda, baturutse mu bihugu bibakikije bari baratataniyemo.

6Harimo abagabo, abagore, abana, abakobwa b'umwami, mbese abantu bose Nebuzaradani, umutware w'abarinda umwami, yari yashinze Gedaliyahu mwene Ahikamu wa Shafani. Umuhanuzi Yeremiya na we yari muri bo, hamwe na Baruki mwene Neriya.

7Nuko banga kumva ijwi ry'Uhoraho bajya mu Misiri, ni bwo bageze i Tafune.

### Yeremiya ahanura ko Misiri izaterwa

8Nuko Uhoraho abwirira Yeremiya i Tafune iri jambo:

9Fata amabuye manini, maze nugera imbere ya bamwe mu Bayuda, uyatabe mu kibuga kiri imbere y'umuryango w'ingoro ya Farawo i Tafune.

10Hanyuma, uzababwire uti «Uhoraho Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli avuze atya: Ngiye gutumira umugaragu wanjye Nebukadinetsari, umwami w'i Babiloni, ashyire intebe ye y'ubwami hejuru y'ayo mabuye natabye, maze azayatwikirize ihema rye.

11Azaza ahungabanye Misiri! Uwagenewe gupfa azapfa! Uwagenewe kujyanwa bunyago azajyanwa bunyago! Uwagenewe inkota na we azicwe n'inkota!

12Azakongeza ingoro z'ibigirwamana byo mu Misiri, naho amashusho yabyo ayajyane. Azahanagura igihugu cya Misiri agitsembe nk'uko umushumba ahanagura umwambaro we, narangiza yigendere nta we umwakuye.

13Mu Misiri hose azahamenagura amabuye manini bashinze bukingi akegurirwa izuba, anatwike n'ingoro zose z'ibigirwamana by'aho.»

## Yeremiya 44

### Uhoraho aburira impunzi z'Abayuda

1Uhoraho abwira Yeremiya iri jambo ryerekeye Abayuda bose bari batuye mu gihugu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

cya Misiri, i Migidoli, i Tafune, i Memfisi no mu gihugu cya Patorosi, agira ati

2«Uhoraho Umugaba w'ingabo Imana ya Israheli avuze atya: Muzi neza amakuba naterereje Yeruzalemu n'imigi yose ya Yuda; na n'ubu ni mu matongo nta muntu uhatuye.

3Ibyo byatewe n'ibibi bakoze, bakanshavuza igihe bajyaga gukorera no gutwikira imibavu izindi mana batigeze bamenya, ari bo ubwabo, ari namwe cyangwa abasokuruza banyu.

4Sinahwemye kubohererereza abagaragu banjye b'abahanuzi kugira ngo bababwire bati 'Ntimugakore ibintu biteye ishozi kandi mbyanga.'

5Nta bwo bumvise, ntibateze amatwi, ngo bihane ubugome, kandi bareke gutwikira imibavu izindi mana.

6Nuko umujinya wanjye n'uburakari bwanjye bigurumana nk'umuriro, biyogoza imigi ya Yuda n'amayira ya Yeruzalemu; none ubu habaye mu matongo, ahantu hatagerwa.

7Ubu rero, Uhoraho Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli avuze atya: Ni kuki mukomeza kwikururira ibyo byago byose, kugeza ubwo muntera kubatsemba muri Yuda, ari abagabo n'abagore, ari abana b'ibitambambuga n'abakiri ku ibere, ntihagire n'uwo kubara inkuru usigara?

8Ni koko, muranshavuza kubera imigenzereze yanyu: mutwikira imibavu izindi mana mu gihugu cya Misiri mwahungiyemo. Muzageza aho mwikururira urupfu, mube ba ruvumwa, kandi mutukwe mu mahanga yose yo ku isi.

9Ese mwibagiwe ibicumuro by'abasokuruza banyu, iby'abami ba Yuda n'abatware babo? Mwaba se mwarirengagije ibyaha mwebwe n'abagore banyu mwakoreye mu gihugu cya Yuda no mu mayira ya Yeruzalemu?

10Kugeza uyu munsi, ntimwigeze mwisubiraho, ntimwigeze mwubaha cyangwa ngo mukurikize amategeko n'amabwiriza nabagejejeho, mwebwe n'abasokuruza banyu.

11None rero, Uhoraho Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli avuze atya: Ngiye kubahagurukira, mbagirire nabi, kandi ntsembe Yuda yose uko yakabaye.

12Nzigarurira abasigaye bo muri Yuda, bagahungira mu Misiri bakahatura. Bazapfa bose, bagwe mu gihugu cya Misiri bazize inkota n'inzara. Bose bazazira inkota n'inzara, babe ba ruvumwa, batukwe kandi basekwe.

13Nzahana abagiye gutura mu gihugu cya Misiri nk'uko nahannye ab'i Yeruzalemu, nkabicisha inkota, inzara n'icyorezo.

14Nta n'umwe uzarokoka, nta n'uzacika ku icumu mu basigaye ba Yuda bahungiye mu Misiri. Nta n'umwe uzagaruka mu gihugu cya Yuda, dore ko bifuza kuzasubirayo, bakahatura. Nta bwo bazahagaruka, uretse ab'imbarwa bazacika ku icumu.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15 Abagabo bari bazi ko abagore babo batwikira imibavu izindi mana, hamwe n'abagore bari aho mu ikoraniro, mbese abantu bose bari batuye mu gihugu cya Misiri n'i Patorosi, basubiza Yeremiya bati

16 «N'ubwo utubwira ibyo mu izina ry'Uhoraho, nta bwo tukumva.

17 Tugiye gukora ibyo twiyemeje byose, dutwikire imibavu Umwamikazi wo mu kirere, tumumurikire ibitambo biseswa nk'uko twabigenzaga mu migi ya Yuda no mu mayira ya Yeruzalemu, ari twebwe ubwacu, abasokuruza bacu, abami bacu, n'abatware bacu. Icyo gihe twari dufite imigati ihagije, tukabaho mu munezero uzira amakuba.

18 Kuva ubwo turetse gutwikira amaturo Umwamikazi wo mu kirere no kumumurikira ibitambo biseswa, twabuze byose kandi turapfa tuzira inkota n'inzara.»

19 Abagore bungamo bati «Yego, dutwikira imibavu Umwamikazi wo mu kirere tukanamumurikira ibitambo biseswa; ariko se abagabo bacu bo ntibadufasha mu gutegura utugati two kumwubahiriza, bakadufasha no kumumurikira ibyo bitambo biseswa?»

20 Nuko Yeremiya abwira imbaga yose, abagabo n'abagore, n'abandi bantu bose bari bamushubije batyo, ati

21 «Imibavu mwatwikiye mu migi ya Yuda no mu mayira ya Yeruzalemu, ari mwebwe, abasokuruza banyu, abami banyu, abatware banyu n'imbaga yose, aho none si yo Uhoraho abibutsa akayibahanira?

22 Uhoraho ntiyari agishoboye kwihanganira ibikorwa byanyu bibi n'amahano mwakoraga; ni yo mpamvu igihugu cyanyu cyahindutse itongo, kikaba giteye ubwoba, cyabaye ruvumwa, n'abaturage bacyo bagicikamo, nk'uko bimeze ubu!

23 Kubera ko mwatwikiye amaturo izindi mana, mugacumura kuri Uhoraho, mukanga kumva no gukurikiza amateka, amabwiriza n'amategeko ye, ni yo mpamvu ibyago byabagwiririye, nk'uko bimeze ubu!»

24 Nuko Yeremiya abwira imbaga yose n'abagore bose, ati «Nimwumve ijambo ry'Uhoraho, mwebwe Bayuda muri mu gihugu cya Misiri.

25 Uhoraho Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli avuze atya: Mwebwe bagore, ngaho nimurangize icyo mwasezeranye! Muravuga ngo 'Turashaka kurangiza amasezerano twiyemeje, dutwikire Umwamikazi wo mu kirere imibavu, tunamumurikire ibitambo biseswa'; ngaho da, nimurangize ayo masezerano yanyu, munamurike ibitambo biseswa!

26 Nyamara ariko, Bayuda mutuye mu gihugu cya Misiri, nimwumve ijambo ry'Uhoraho: Ndabirahiye mu izina ryanjye ry'impangare — uwo ni Uhoraho ubivuze

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nta Muyuda uzongera kurevura izina ryanjye mu gihugu cya Misiri, avuga ati 'Uhoraho ni Nyir'ubuzima.'

27Nzabahagurukira mbagirire nabi aho kubagirira neza. Abayuda bari mu gihugu cya Misiri bazazira inkota n'inzara, maze barimbuke.

28Abantu b'imbarwa bazaba barokotse inkota, ni bo bazava mu gihugu cya Misiri, bagasubira mu cya Yuda. Abacitse ku icumu bose bo muri Yuda, bahungiye mu Misiri, bazamenya neza uvuga ukuri uwo ari we, ari jye cyangwa bo.

29Dore rero ikimenyetso — uwo ni Uhoraho ubivuze — kizabereka ko ngiye guhana aha hantu, ibyo bikabumvisha ko amagambo nabavuzeho agiye kuzuzwa, maze mukagwirirwa n'ibyago.

30Uhoraho avuze atya: Farawo Hofura, umwami wa Misiri, nzamugabiza abanzi be bamwifuriza urupfu, nk'uko nashyize Sedekiya umwami wa Yuda mu maboko y'umwanzi we Nebukadinetsari, umwami w'iBabiloni, washakaga kumwica.»

## Yeremiya 45

### Ubutumwa Uhoraho yoherereje Baruki

1Dore ijambo umuhanuzi Yeremiya yabwiye Baruki mwene Neriya, mu mwaka wa kane w'ingoma ya Yoyakimu mwene Yoziya, umwami wa Yuda, ubwo Baruki yandikaga mu gitabo ya magambo yabwirwaga na Yeremiya:

2«Uhoraho, Imana ya Israheli akuvuzeho atya, wowe Baruki:

3Uravuga uti 'Ndagowe! Uhoraho arahuhura imvune mfite; maze kunanizwa n'imiborogo, sinkiruhuka.'

4Uzamubwire uti 'Uhoraho avuze atya: Kuisi yose, icyo nubatse ngiye kugisenya, icyo nateye ngiye kukirandura.

5None wowe ugamije imishinga ihambaye? Ntiwongere no kubirota! Ngiye guterereza amakuba icyitwa ikinyamubiri cyose, ariko wowe nta cyo uzaba aho uzajya hose.'»

## Yeremiya 46

### IBYAHANURIWE AMAHANGA

1Dore amagambo Uhoraho yabwiye umuhanuzi Yeremiya, yerekeye abanyamahanga.

### Abanyamisiri baneshereza i Karikemeshi

2Ubutumwa bwerekeye Misiri n'ingabo za Farawo Neko, umwami wa Misiri. Uwo mwami yari ku nkombe za Efurati i Karikemeshi ubwo Nebukadinetsari, umwami w'i Babiloni yamuneshaga; hari mu mwaka wa kane w'ingoma ya Yoyakimu mwene

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Yoziya, umwami wa Yuda.

3Nimwegeranye ingabo, intoya n'inini, maze mujye ku rugamba!

4Nimutegure intebe ku mafarasi maze muzicareho, muhagurukane ingofero
z'ibyuma mutyaze amacumu, mwambare imyambaro y'intambara.

5Ariko se, biriya ni iki? Ibyo mbonye ni ibiki? Ng'abo baraganjwe, baratsimbuwe,
ab'intwari muri bo barishwe; batatanye bahunga, ubutareba inyuma! Ubwoba
bwakwiriye hose — uwo ni Uhoraho ubivuze!

6Uw'inkwakuzi ntashobora guhunga cyangwa uw'intwari ngo acike ku icumu. Mu
majyaruguru, ku nkombe ya Efurati, baradandabirana bakihonda hasi!

7Ni nde se umeze nka Nili izamuka cyangwa amazi asuma mu nzuzi ngari?

8Iyo ni Misiri imeze nka Nili izamuka, cyangwa nk'amazi asuma mu nzuzi ngari.
Yaravugaga ngo «Nzazamuka nsendere isi, ntsembe imigi n'abaturage bayo!

9Amafarasi nahaguruke, amagari y'intambara ashoze urugamba! Ab'intwari
nibatabare, ab'i Kushi na Puti bazi gukinga ingabo, cyangwa ab'i Ludi bazi gufora
umuheto!»

10Ariko uwo munsi uzabera Uhoraho, Imana Umugaba w'ingabo, umunsi wo
kwihorera no kwihimura abanzi be. Inkota izagotomera, ihage kandi isinde amaraso
yabo. Ibyo bizabera Uhoraho, Imana Umugaba w'ingabo, igitambo mu gihugu
cy'amajyaruguru, ku nkombe ya Efurati!

11Mwari w'isugi wa Misiri, zamuka ujye muri Gilihadi ushake icyomoro. Nyamara
uravunikira ubusa ushakisha imiti, nta n'umwe wakuvura!

12Amahanga yamenye ikimwaro cyawe, kuko induru yawe yasakaye ku isi yose;
uw'intwari yahubiranye n'indi ntwari, bose bihonda hasi.

### Nebukadinetsari atera Misiri

13Dore ijambo Uhoraho yabwiye umuhanuzi Yeremiya amumenyesha ko
Nebukadinetsari, umwami w'i Babiloni azaza gutsemba igihugu cya Misiri:

14Ubitangaze mu Misiri, ubyamamaze i Migidoli, ubigeze i Memfisi n'i Tafune, ugira
uti «Urarye uri menge, inkota yabiciye impande zawe.

15Ngaho, cya kimasa cyawe Apisi kirahunze, nticyashoboye gushinga ibirindiro!
Uhoraho aragihutaje, none kiradandabiranye!

16Abantu na bo baragwirirana umwe hejuru y'undi. Barabwirana bati
'Nimuhaguruke, dusubire mu muryango wacu n'igihugu cyacu kavukire kure
y'inkota kirimbuzi!'

17Farawo umwami wa Misiri, muzamuhimbe 'Gasaku kabura ku itabaro!'

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

18Mbirahije ubuzima bwanjye uwo ni Umwami ubivuze, ari we Uhoraho Umugaba w'ingabo — aje, ameze uko Taboru isumba imisozi miremire, cyangwa Karumeli isumba inyanja.

19Baturage ba Misiri, nimutegure impago zo guhungana; kuko Memfisi igiye guhinduka agasi, ibe umuyonga n'itongo ridatuwe.

20Misiri yari nk'inyana iteye ubwuzu, ariko amasazi aturutse mu majyaruguru ayihundagayeho.

21N'abacancuro bayo bari bameze nk'ibimasa by'imishishe; na bo barahindukiye, bose barahunze, ntibashobora guhangara urugamba. Kandi koko, umunsi wabo wageze, igihe cyabo cyo kuryozwa cyatashye.

22Wagira ngo ni nk'inzoka inyerera ivuza ubuhuha; baje ari igitero basanganije Misiri amashoka, bayiroshyeho nk'abatema ibiti.

23Nimuteme ishyamba ryayo — uwo ni Uhoraho ubivuze — n'ubwo ryari intamenwa. Bararusha inzige ubwinshi, nta we ushobora kubabara.

24Misiri y'ihogoza ikojejwe isoni, igabijwe ibihugu byo mu majyaruguru.»

### Misiri izaganzwa, Israheli irokorwe

25Uhoraho Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli, aravuze ati «Ngiye guhagurukira Amono, ikigirwamana cy'i Tebesi, hamwe na Farawo, Misiri n'imana zayo n'abami bayo. Nzahagurukira Farawo n'abamwisunga bose,

26mbagabize abashaka kubica, ari bo Nebukadinetsari, umwami w'i Babiloni n'abagaragu be. Hanyuma Misiri isubire uko yahoze mbere.» Uwo ni Uhoraho ubivuze.

27Naho wowe, Yakobo mugaragu wanjye, ntugire ubwoba; Israheli ntiwemere ko bagukangaranya! Nzagukura mu bihugu bya kure, urubyaro rwawe nduvane mu gihugu cy'ubucakara. Yakobo azagaruka nta cyo yikanga kandi agire amahoro, nta n'uzongera kumutera impungenge.

28Wowe Yakobo mugaragu wanjye, ntugire ubwoba uwo ni Uhoraho ubivuze — ndi kumwe nawe. Nzatsemba amahanga yose nabatatanyirijemo, ariko wowe, sinzagutsemba: cyakora nzaguhana nkurikije ubutabera, sinzabura kugukosora.

## Yeremiya 47

### Ibyo Uhoraho avuga ku Bafilisiti

1Ijambo Uhoraho yabwiye umuhanuzi Yeremiya ryerekeye Abafilisiti, mbere y'uko Farawo atsemba Gaza:

2Uhoraho avuze atya: Amazi aturutse mu majyaruguru aruzuriranye, abaye umuvumba ukomeye, asendera igihugu n'ibikirimo byose: yuzura umugi no ku

bawutuye. Abantu baratabaza, abaturage bo mu gihugu baravuza induru,

3bumvise umuriri w'amafarasi arimbura ubutaka n'ibinono byayo, urusaku rw'amagare y'intambara n'inziga zayo. Ababyeyi barata umutwe bagatererana abana babo,

4kubera ko umunsi wageze wo kuyogoza Abafilisiti bose, no gutsembera abacitse ku icumu i Tiri n'i Sidoni, abacitse ku icumu bose bashobora kubafasha. Ni koko, Uhoraho aje kuyogoza Abafilisiti, abacitse ku icumu bo mu kirwa cya Kafutori.

5Icyuma cyogosha kigiye kumyora ab'i Gaza, Ashikeloni iherukire aho kurevura. Bantu mwarokotse mutuye mu bibaya byabo, muzirasaga umubiri mugeze ryari?

6Mbega ibyago! Mbese, nkota y'Uhoraho, hari ubwo uzigera uruhuka? Subira mu rwubati, urekere aho maze utuze!

7Yaruhuka ite, kandi yoherejwe n'Uhoraho gutsemba Ashikeloni n'inkengero z'inyanja? Aho ni ho yayitumye.

## Yeremiya 48

### Ibyo Uhoraho avuze kuri Mowabu

1Dore ibyo Uhoraho Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli, avuze kuri Mowabu: Nebo ibonye ishyano, irasenyutse! Kiriyatayimu yakozwe n'ikimwaro, irafashwe. Umurwa wakojejwe isoni, wasenyutse;

2ubwamamare bwa Mowabu burarangiye! Heshiboni barayigambanira, bagira bati «Tugende dutsembe kiriya gihugu!» Nawe Madimeni, wacecekeshejwe, inkota iragukurikiranye.

3Induru z'impuruza ziturutse i Horonayimu, harimbutse kandi amakuba akomeye yahatashye!

4Mowabu yasenyutse, abana bayo baraboroga.

5Abazamuka i Luhiti baragenda barira, abamanuka i Horonayimu barataka ko bari mu kaga.

6Nimuhunge biracitse! Mubaye aka Aroweri mu butayu!

7Barakwigabije kuko wiringiye imbaraga zawe n'ubukungu bwawe. Kemoshi ajyanywe bunyago, n'abaherezabitambo be n'abatware be bose.

8Umurimbuzi yinjiye mu migi yose, nta n'umwe muri yo uzarokoka. Ibibaya birayogozwa naho ibisiza babitsembe. Noneho rero Uhoraho avuze atya:

9Nimwubake irimbi muri Mowabu kuko yabaye amatongo, imigi yayo igahinduka imbuga, abaturage bayo bakayicikamo.

10Arakaba ikivume, umuntu ukorana ingononwa umurimo w'Uhoraho, arakavumwa

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

umuntu urinda inkota ye amaraso.

11Mowabu kuva mu buto bwayo yari ituje, imeze nka divayi nziza itigeze icuranurwa, mbese ntiyigeze ijyanwa bunyago. Ni yo mpamvu itigeze ita uburyohe bwayo, n'impumuro yayo ntiyagabanuka.

12None rero, igihe kiregereje — uwo ni Uhoraho ubivuze — maze nzohereze abantu bayicuranure, bayivane mu bibindi byayo, maze babijanjagure.

13Mowabu izarakarira Kemoshi, nk'uko abantu ba Israheli barakariye Beteli bizeraga.

14Mutinyuka mute kuvuga ngo «Turi intwari, turi ingabo zavukiye urugamba»?

15Umurimbuzi wa Mowabu arazamutse ateye imigi yayo;ab'intwari mu basore bayo ngabo baramanuka bajya mu ibagiro uwo ni Umwami ubivuze, ari we Uhoraho Umugaba w'ingabo!

16Mowabu iri hafi gutsiratsizwa, amakuba aje yihuta.

17Abaturanyi bayo, namwe mwese abayikunda, nimuyiririre, mugira muti «Bishoboka bite ko igihugu gikomeye kandi kitagira uko gisa cyaganzwa!»

18Bantu b'i Diboni, nimuve ku ikuzo ryanyu, mwicare mu mukungugu, umurimbuzi wa Mowabu arabateye, azasenya ibigo bikomeye byanyu.

19Bantu b'i Aroweri, nimuhaguruke mube maso. Nimubaze abahunga n'abacitse ku icumu, muti «Habaye iki?»

20Mowabu yasenyutse none yakozwe n'ikimwaro. Nimutere hejuru, mutabaze! Mubitangaze muri Arunoni muti «Mowabu yarimbutse!»

21Ibihugu byo mu bisiza byaciriwe urubanza, rucirwa kandi na Holoni, Yahasi, Mefati,

22Diboni, Nebo, BetiDibilatayimu,

23Kiriyatayimu, Betigamuli, Betimewoni,

24Keriyoti na Bosora, mbese ni imigi yose y'igihugu cya Mowabu, ari iya kure ari n'iya hafi.

25Mowabu yacitse intege, nta maboko igifite — uwo ni Uhoraho ubivuze.

26Nimumusindishe kuko yihaye gusumba Uhoraho. Nguwo arigaragura mu birutsi bye, igihe cye cyo gusekwa cyageze!

27Israheli se yo ntiwayihinduye urw'amenyo? Hari ubwo se wasanze ibarirwa mu bisambo ku buryo buri gihe uyivuga uzunguza umutwe?

28Baturage ba Mowabu, nimuhunge imigi, mwihishe mu masenga! Nimugenze nk'inuma zubaka ibyari byazo ahantu hatagerwa, mu mwinjiro w'ubuvumo!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

29Twumvise ubwirasi bwa Mowabu! Mbega ukuntu yikuzaga, mbega agasuzuguro
n'umwirato! Mbega ubwibone n'ukwiyemera kudafashe!

30Nzi neza ko yibeshya — uwo ni Uhoraho ubivuze-namenye amagambo yayo
adafashe, n'ibikorwa byayo bidafite ishingiro.

31Ni yo mpamvu ndirira Mowabu, ngatabariza Mowabu yose uko yakabaye, nkaririra
abantu b'i Kiri-Heresi.

32Wowe, muzabibu w'i Sibima, unteye agahinda kurusha Yazeri. Amashami yawe
yageraga hakurya y'inyanja, agafata kuri Yazeri. None umurimbuzi yageze ku mbuto
zawe, no ku musaruro wawe.

33Hehe n'ibyishimo bisesuye mu mizabibu yo mu misozi ya Mowabu! Nzakamya
divayi mu mivure; hehe n'ibyishimo byarangagaga urwengero.

34Induru z'impuruza zivuye i Heshiboni zageze n'i Eleyale; urusaku rwazo
rurumvikanira i Yahasi h'i Sowari, i Horonayimu, i Egalati-Shelishiya, kuko n'amazi
y'i Nimurimu yakamye.

35Muri Mowabu — uwo ni Uhoraho ubivuze— nzatsemba abajya ahantu hirengeye,
gutura ibitambo bitwikwa, bagatwikira n'andi maturo ibigirwamana byabo.

36Ni yo mpamvu umutima wanjye uririra Mowabu, ukaririra n'abantu b'i Kiri- Heresi,
uboroga nk'imyirongi, kubera ko ubukungu bwabo bwabashizeho.

37Imitwe yose iramyoye, ubwanwa bwose burogoshe; ibiganza byose birarasaze,
n'abantu bose bakenyeye ibigunira.

38Hejuru y'amazu y'i Mowabu no ku bibuga baraboroga. Mowabu ndayivunaguye,
nk'igikoresho kitanshimishije — uwo ni Uhoraho ubivuze.

39Bigenze bite! Ngiyo irarimbutse, nimuboroge! Mowabu yanteye umugongo kubera
isoni! Mowabu yahindutse urw'amenyo, iba n'igiterashozi mu baturanyi bayo bose.

40Uhoraho avuze atya: Ni nka kagoma ije iguruka, ikaramburira amababa yayo kuri
Mowabu.

41Imigi yafashwe n'ibigo bikomeye birarimburwa. Uwo munsi, umutima w'intwari za
Mowabu uzaba nk'uw'umugore uramutswe.

42Mowabu yararimbutse ntikiri umuryango, kuko yashatse gusumba Uhoraho.

43Baturage ba Mowabu,muzazira iterabwoba,icyobo n'umutego — uwo ni Uhoraho
ubivuze.

44Uzahunga iterabwoba azagwa mu rwobo,uvuye mu cyobo,agwe mu mutego.Ni
koko,igihe kizaza,maze Mowabu iryozwe ibyo yakoze,uwo ni Uhoraho ubivuze.

45Mu gacucu k'i Heshiboni hahagaze impunzi zananiwe, ariko umuriro uturutse mu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ngoro ya Sihoni, utwitse imisaya ya Mowabu, ndetse n'agahanga k'iyo nyoko y'inyarusaku.

46Mowabu, mbega ngo uragira ibyago! Umuryango wa Kemoshi woretswe, abahungu bawe bajyanywe bunyago n'abakobwa bawe bajyanywe ari imbohe.

47Ariko mu bihe bizaza, nzasubiza Mowabu amahoro. Uwo ni Uhoraho ubivuze. Urubanza rwa Mowabu ruhagarariye aha.

## Yeremiya 49

### Ibyabwiwe Abahamoni

1Uhoraho abwiye atya Abahamoni: Ese Israheli nta bahungu ifite? Ese nta bagenerwamurage ifite? None se ni kuki Milikomu yegukanye igihugu cya Gadi, n'umuryango we ugatura mu migi yaho?

2None rero, igihe kiregereje — uwo ni Uhoraho ubivuze — maze i Raba y'Abahamoni hazumvikane induru y'intambara. Hazahinduka amatongo, n'imigi yaho itwikwe, maze Israheli izasubirane umugabane wayo, uwo ni Uhoraho ubivuze.

3Heshiboni, boroga; Ayi irarimbutse! Imigi ya Raba nivuze induru! Nimwambare ibigunira murire, mubuyere imbere y'inkike z'umugi. Milikomu yahunze, ajyana n'abaherezabitambo, n'abatware be bose.

4Ni kuki wiratana ikibaya cyawe? Yego, mukobwa w'icyomanzi, ikibaya cyawe gitemba amazi, kandi wiringira ubukire bwawe, uvuga ngo «Ni nde uzampangara?»

5None rero, ngiye kuguteza iterabwoba riturutse ku baturanyi bawe, uwo ni Uhoraho Imana Umugaba w'ingabo ubivuze. Muzakwirwa imishwaro, buri muntu atomere imbere ye, impunzi zibure uzikoranyiriza hamwe!

6Nyuma y'ibyo, igihugu cya Hamoni nzagisubiza amahoro, uwo ni Uhoraho ubivuze.

### Ibyabwiwe Edomu

7Uhoraho Umugaba w'ingabo abwiye atya Edomu: Ese i Temani nta bahanga bakihaba? Indyarya ni zo zahawe ijambo, ubuhanga bwabo bwaramunzwe!

8Bantu b'i Dedani, nimuhunge! Nimuhindukire muhungire mu myobo! Ezawu ndamworetse, igihe cye cyo kubazwa ibyo yakoze kirageze.

9Abasaruzi b'imizabibu nibaza iwawe, ntibazagusigira na duke two guhumba. Ibisambo nibiza mu ijoro, bizagutwara ibyo bishoboye byose.

10Ni jyewe ubwanjye ugiye gucuza Ezawu, nshyire ahagaragara ubukungu bwe buhishe; ntazashobora kwiyoberanya. Urubyaro rwe, abavandimwe be n'abaturanyi be bazarimbuka, hoye no kugira uvuga ati

11«Ntubunze imitima y'uko imfubyi zawe zizamera, nzazirera; abapfakazi bawe na

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bo, nzabitaho.»

12Ni koko Uhoraho avuze atya: Dore n'abatagombaga kunywa ku nkongoro,
bahanishijwe kuyinywaho, none ngo ni wowe uzarokoka? Oya, ntuzarokoka,
uzayinywaho nta shiti.

13Ni koko ndabirahiye jyewe ubwanjye — uwo ni Uhoraho ubivuze — Bosora
izahinduka itongo, ibe ruvumwa, bajye bahora bayituka. Imigi yose iyikikije
izahinduka amatongo ubuziraherezo.

14Ndumva ubutumwa buturutse kuri Uhoraho, kandi integuza yoherejwe mu
mahanga kuvuga iti «Nimukorane mutere icyo gihugu! Nimuhaguruke mujye ku
rugamba!»

15Ni koko, nzagutesha agaciro mu mahanga, ngusuzuguze mu bantu.

16Warishutse utera abandi ubwoba, wikuza mu mutima wawe, wowe utuye mu
masenga yo mu rutare, ukisunga imisozi miremire. N'iyo wamanika icyari cyawe mu
bushorishori nka kagoma, naguhananturayo. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

17Edomu izahinduka itongo, abazayinyuraho bose bazumirwa, nibabona ayo
marorerwa yose bakome akaruru.

18Nk'uko byagendekeye Sodoma na Gomora, n'imidugudu iyegereye, nta muntu
n'umwe uzahatura, nta kiremwa muntu kizahaba, uwo ni Uhoraho ubivuze.

19Nzayibirukanamo igitaraganya, bamere nk'intare iturumbutse mu rufunzo rwa
Yorudani, igana ibiraro birimo amatungo. Nzayiteza ingabo z'insoresore. None se ni
nde umeze nkanjye? Ni nde wansumba mu butabera? Ni nde mushumba
wampangara?

20Nimwongere mwumve imigambi Uhoraho yageneye Edomu, n'iyo yateganirije
abaturage b'i Temani! Ni koko, bazabakurubana nk'amatungo ananutse! Uhoraho
azatsemba inzuri zayo ku mpamvu yabo.

21Ukurimbuka kwabo kuzatuma isi ihinda umushyitsi, umuririmo wayo ugere ku
Nyanja y'Urufunzo.

22Bizamera nka kagoma igurutse, ikorosa amababa yayo kuri Bosora, maze kuri uwo
munsi, umutima w'intwari zo muri Edomu uzadihe nk'uw'umugore uramutswe.

### Ibyavuzwe kuri Damasi

23Dore ibyavuzwe kuri Damasi: Hamati na Arupadi bakozwe n'isoni kubera ko
bumvise inkuru mbi. Bahungabanye nk'inyanja irimo umuyaga. Mbega ubwoba! Nta
we ushobora kuguma hamwe ngo atuze!

24Damasi irasenyutse; ishatse guhindukira ngo ihunge, ariko ifatwa n'umushyitsi.
Itashywe n'ubwoba n'ububabare nk'umugore uramutswe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

25Bigenze bite! Umurwa w'ikirangirire uraterewanywe kandi ari wo wanteraga
kwishima.

26Uwo munsi nyine ingabo zawo z'insoresore zizawugwamo,maze
abawurwaniriraga bose baceceke,uwo ni Uhoraho Umugaba w'ingabo ubivuze.

27Inkike za Damasi nzazikongeza n'umuriro, ntwike n'ingoro za Beni Hadadi.

### Ibyabwiwe Abarabu

28Uhoraho avuze atya kuri Kedari n'ingoma za Hasoni ari zo Nebukadinetsari,
umwami w'i Babiloni, yatsinze: Nimuhaguruke mutere Kedari, mutsembe abantu b'i
Kedemu!

29Bazigabiza amahema yabo, n'amashyo yabo, imyenda yabo n'ibyabo byose.
Bazatwara ingamiya zabo, maze babakomere, bagira bati «Mwatanzwe impande
zose.»

30Bantu b'i Hasori, nimuhunge, mukizwe n'amaguru! Nimuhungire mu myobo —
uwo ni Uhoraho ubivuze — kuko Nebukadinetsari, umwami w'i Babiloni
yabahagurukiye, agambiriye kubagirira nabi.

31Nimuhaguruke,mutere igihugu kitagira icyo kikanga,kisanganiwe umutekano uwo
ni Uhoraho ubivuze — ntibagira inzugi cyangwa ingufuri, batuye ukwabo kwa
bonyine.

32Ingamiya zabo bazazamburwa,naho amashyo yabo anyagwe.Bamwe bogoshe
imisaya nzabatatanyiriza impande zose kandi mbahuremo icyorezo aho bari
hose,uwo ni Uhoraho ubivuze.

33Hasori izahinduka isenga y'imbwebwe n'ahantu hazahora itongo; nta we
uzahatura ukundi, icyitwa ikiremwamuntu ntikizahaba.

### Ibyabwiwe Elamu

34Ijambo ry'Uhoraho ryerekeye Elamu ribwirwa umuhanuzi Yeremiya; ubwo hari
mu ntangiriro y'ingoma ya Sedekiya, umwami wa Yuda.

35Uhoraho Umugaba w'ingabo avuze atya: Jyewe ngiye kuvunagura umuheto wa
Elamu, wo shingiro ry'ubutwari bwayo.

36Nzabateza umuyaga uturutse mu byerekezo bine by'isi, nzabatatanyirize hose, ku
buryo nta gihugu kizasigara kitarimo impunzi za Elamu.

37Abelamu nzabakangaranya imbere y'abanzi babo, n'imbere y'abashaka kubacuza
ubuzima. Nzabateza ibyago: mbagabize uburakari bwanjye bugurumana uwo ni
Uhoraho ubivuze. Nzabakurikiza inkota kugeza ubwo nzabatsemba.

38Nzashyira intebe yanjye muri Elamu, nirukane umwami n'abatware be,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[39]ariko mu bihe bizaza, Elamu nkayisubiza amahoro, uwo ni Uhoraho ubivuze.

## Yeremiya 50

### Babiloni irimburwa, naho Israheli ikarokorwa

[1]Ijambo Uhoraho yavuze kuri Babiloni n'igihugu cy'Abakalideya, arinyujije ku muhanuzi Yeremiya:

(Babiloni)

[2]Nimubimenyekanishe mu mahanga yose, mubitangaze kandi mubivuge; nimubikwize mutabihisha; mugira muti «Babiloni yafashwe, Beli yakozwe n'isoni, na Mariduki yasandaye. Impigi zayo zizashyirwa ahagaragara, ibigirwamana byayo birimburwe.»

[3]Ni koko, igihugu cyo mu majyaruguru kirayiteye, kiyihindure itongo ridashobora guturwa. Ari abantu, ari amatungo, byose byarahunze nta gisigaye. (Israheli)

[4]Icyo gihe nyine — uwo ni Uhoraho ubivuze — Abayisraheli n'Abayuda bazazana barira, bashakisha Uhoraho Imana yabo.

[5]Bazabaririza inzira igana i Siyoni, amaso yabo abe ari ho arangamira. Bazaza biyunge n'Uhoraho, bagirane isezerano ridakuka kandi ritazibagirana.

[6]Umuryango wanjye wari warabaye nk'intama zazimiye; abashumba bazo bari baraziyobeje, bazizerereza mu misozi miremire. Zavaga mu misozi zijya mu yindi, zaribagiwe ibiraro byazo.

[7]Abazibonaga bose baraziryaga, abanzi bazo bakavuga ngo «Nta cyo ducumuyeho, kuko na zo zacumuye kuri Uhoraho, kandi ari we rwuri rw'ubutungane, n'amizero y'abasekuruza babo.»

(Babiloni)

[8]Nimuhunge Babiloni n'igihugu cy'Abakalideya! Nimusohoke, mumere nka za ruhaya zirangaje imbere y'umukumbi w'ihene.

[9]Ni koko, nzakoranya amahanga akomeye yo mu gihugu cy'amajyaruguru, maze atere Babiloni. Baziremamo urugamba maze bayirwanye, ibyayo bibe biyirangiriyeho! Imyambi yabo ni nk'intwari itava ku rugamba amara masa.

[10]Kalideya izanyagwa, abasahuzi bayo bose bihaze iminyago, uwo ni Uhoraho ubivuze.

[11]Mwebwe abigabije umugabane wanjye nimwishime, munezerwe! Nimwikinangure nk'inyana ziri mu rwuri, kandi mwivuge nk'amafarasi!

[12]Dore nyoko yakozwe n'isoni, uwababyaye yashobewe. Yabaye uwa nyuma mu mahanga yose, ahinduka ubutayu, agasi n'amayaga.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Uburakari bw'Uhoraho bwamuhinduye itongo ritagishobora guturwa; abanyuze hafi ya Babiloni bose barumirwa, babona ayo marorerwa yose bagakoma akaruru.

14Mwebwe mwese, abahanga b'umuheto, nimureme urugamba mugote Babiloni. Nimuyirase, mwoye kuzigama imyambi, kuko yacumuye kuri Uhoraho.

15Nimuyivugirize induru muyiturutse impande zose. Dore irihebye iteze amaboko, inkingi zayo ziraguye n'inkike zayo zirasenyutse. Ni Uhoraho wihorera! Nimuyihimureho, muyigenzereze nk'uko na yo yabagenjeje!

16Nimuvane muri Babiloni umubibyi n'umusaruzi wese. Buri wese nahunge inkota kirimbuzi, asange umuryango we, ahungire mu gihugu cye. (Israheli)

17Israheli yari intama iri ukwayo, intare ziyihiga. Umwami w'Ashuru ni we wayanjamye ubwa mbere; hakurikiraho Nebukadinetsari, umwami w'i Babiloni arayihenebereza.

18None rero, Uhoraho Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli avuze atya: Ngiye guhagurukira umwami w'i Babiloni n'igihugu cye, mugenzereze uko nagize umwami wa Ashuru.

19Ngiye kugarura Israheli mu rwuri rwayo, irishe i Karumeli n'i Bashani, nigera ku misozi ya Efurayimu n'iya Gilihadi, ipfa ryayo rizaba rishize.

20Muri icyo gihe nyine, — uwo ni Uhoraho ubivuze — bazashakashaka ubugome bwa Israheli, babubure, ndetse n'ibyaha bya Yuda ntibazongera kubibona ukundi. Ni koko, nzababarira abo nzaba naretse bakarokoka.

(Babiloni)

21Gaba igitero mu gihugu cya Meratayimu, ugitere cyo n'abaturage b'i Pekodi! Uzabice, abasigaye ubatsembe — uwo ni Uhoraho ubivuze — maze ugenze nk'uko ngutegetse.

22Urwamo rw'intambara n'induru nyinshi biravuga mu gihugu cyose!

23Bishoboka bite! Inyundo ikomeye ku isi yose irajanjaguritse, ibaye ubushingwe! Byashoboka bite se ko, mu mahanga yose, Babiloni yaba ari yo ihinduka itongo!

24Mbe ko naguteze umutego, Babiloni, none ukaba uwuguyemo! Waratahuwe, none urafashwe, kuko wihaye kurwanya Uhoraho!

25Uhoraho yapfunduye ububiko bwe, maze akuramo intwaro z'uburakari bwe. Ni koko, icyo ni igikorwa cy'Uhoraho Umugaba w'ingabo, mu gihugu cy'Abakalideya.

26Nimuyitere mwese muturutse mu mpera z'isi, mupfundure ibigega byayo; muyikorakoranye nk'urunda imiganda y'ibyatsi, muyitsembe ntihagire igisigara!

27Muzice impfizi zose bazijyane mu ibagiro! Mbega ibyago bibagwiririye! Umunsi wabo wo kuryozwa ibyo bakoze wageze. (Israheli)

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

28Ngurwo urusaku rw'impunzi zacitse ku icumu, zivuye mu gihugu cya Babiloni, zije gutangaza muri Siyoni ko Uhoraho Imana yacu yihoreye, ko Nyir'ijuru yihimuye.

(Babiloni)

29Nimukoranye abarashi, abahanga b'umuheto bose batere Babiloni. Nimuce ingando impande zayo, hoye kugira n'umwe urokoka! Nimuyiryoze imyifatire yayo, muyigenzereze na yo uko yagenjeje, dore ko yihaye kwishongora kuri Uhoraho, isuzugura Nyir'ubutagatifu wa Israheli.

30Ni koko, kuri uwo munsi nyine ingabo zayo z'insoresore zizayigwamo, maze abayirwaniraga bose baceceke, uwo ni Uhoraho ubivuze.

31Wowe w'umunyagasuzuguro, tuzabonana, uwo ni Uhoraho Imana Umugaba w'ingabo ubivuze! Umunsi wawe wageze, ari cyo gihe ugomba kuryozwa ibyo wakoze.

32Umunyagasuzuguro aratsikiye aragwa, kandi nta muntu wo kumubyutsa. Imigi ye nzayiha inkongi, akongoke impande zose.

### Uhoraho Umukiza wa Israheli

33Uhoraho Umugaba w'ingabo avuze atya: Abayisraheli n'Abayuda barashikamiwe, nta we ubababarira. Ababajyanye bunyago barabakomeje, ntibashaka kubarekura.

34Ariko kandi n'ubarwanirira arakomeye, Uhoraho Umugaba w'ingabo ni ryo zina rye. Arabarwanaho akomeje, kugira ngo agarure ihumure mu gihugu, kandi akangaranye abaturage b'i Babiloni.

### Uko Uhoraho azagenzereza Babiloni

35Inkota nitere mu Bakalideya — uwo ni Uhoraho ubivuze — no mu baturage b'i Babiloni, mu batware bayo no mu bahanga bayo!

36Inkota nitere mu bapfumu, kuko ari ibicucu! Inkota nitere mu ntwari zayo, zishye ubwoba!

37Inkota nitere mu mafarasi n'amagare y'intambara, itere no mu moko y'abantu b'ibivange bayituye: bahinduke nk'abagore b'inyanda ! Inkota nitere mu kigega cyayo cy'intwaro, gisahurwe ;

38itere no mu mazi yayo, iyakamye ! Ni igihugu cy'ibigirwamana, bya bikangisho bibatesha umutwe.

39Dore inturo zihabana n'imbwebwe, ndetse n'ibyaruzi birahatuye. None kuva ubu ntizongera guturwa ukundi, izahinduka itongo ubuziraherezo.

40Nk'uko byagenze igihe Uhoraho ateza amakuba i Sodoma n'i Gomora no mu migi ihakikije uwo ni Uhoraho ubivuze — nta we uzongera kuhatura, mwene muntu ntazahaba ukundi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

41Igihugu kiraje giturutse mu majyaruguru, ihanga rikomeye n'abami baryo benshi barahagurutse, bavuye mu mpera z'isi.

42Bitwaje imiheto n'amacumu, ni abagome kandi ntibagira impuhwe. Urusaku rwabo ni nk'isumo y'inyanja; bari ku mafarasi, kandi bahagaze nk'ingabo ziteguye urugamba, bashaka kugutera, wowe Babiloni.

43Umwami w'i Babiloni yumvise iyo nkuru, ata umutwe, ubwoba buramutaha, ashengurwa n'umubabaro nk'uw'umugore uramutswe.

44Nk'uko intare iturumbuka mu rufunzo rwa Yorudani, igana ibiraro birimo amatungo, ni ko nanjye mu mwanya muto nzirukana abaturage ba Yeruzalemu, nyiteze ingabo z'insoresore. None se ni nde umeze nkanjye? Ni nde wansumba mu butabera? Ni nde mushumba wampangara?

45Nimwongere mwumve uko Uhoraho azagenzereza Babiloni, mutege amatwi imigambi yagiriye igihugu cy'Abakalideya. Ni koko bazabakurubana nk'amatungo ananutse! Uhoraho azatsemba inzuri zayo ku mpamvu yabo.

46Irimbuka rya Babiloni rizatuma isi ihinda umushyitsi, induru ibe yose mu mahanga.

## Yeremiya 51

1Uhoraho avuze atya: Babiloni n'abaturage ba Kalideya, nzabaterereza inkubi y'umuyaga ubarimbure.

2Nzayiterereza abayitera hejuru nk'umurama banayisahure. Bazayituruke impande zose ku munsi w'amakuba.

3Ntimuzagire uwo musiga, yaba umurashi utwaye umuheto we, cyangwa uwambaye umwambaro w'icyuma, habe n'ingabo ze z'insoresore. Abarwanyi bayo bose muzabatsembe!

4Inkomere ziragwirirana mu gihugu cya Kalideya, naho abahinguranyijwe n'amacumu bandagaye mu mayira,

5kuko igihugu cyabo cyasagutswe n'ibicumuro bagiriye Nyir'ubutagatifu wa Israheli. Nyamara ariko, ari Israheli, ari na Yuda, ntibaciwe ku Mana yabo, Uhoraho Umugaba w'ingabo.

6Nimuhunge Babiloni, buri wese akize amagara ye, naho ubundi muzarimbuka igihe izaryozwa ubugome bwayo. Ni igihe cy'Uhoraho cyo kwihorera akayigenera icyo ikwiye.

7Babiloni yahoze ari nk'inkongoro ya zahabu mu biganza by'Uhoraho, ikanezeza isi yose. Amahanga yanyoye kuri divayi yayo, ata umutwe.

8Dore mu kanya gato Babiloni iraguye, irasenyutse. Nimuyiririre, mwomore ibikomere byayo, ahari wenda izakira!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Twagerageje gukiza Yeruzalemu, ariko ntishobora gukizwa. Nimuyivemo, buri wese
atahe mu gihugu cye, kuko ibyago byayo byasumbye ijuru, bikaba byakoze ku bicu.

10Uhoraho yatugaragarije umukiro, nimuze turate muri Siyoni, ibikorwa by'Uhoraho
Imana yacu.

11Nimutyaze imyambi, mufate ingabo; Uhoraho akanguye abami b'Abamedi. Ni koko,
Uhoraho yagiriye Babiloni umugambi wo kuyisenya. Uhoraho arihoreye, ni ko
Nyir'ijuru yihimura.

12Nimushinge ibendera ku nkike za Babiloni, mwongere abarara irondo, mushyireho
abarariririzi, muteganye n'abantu mu bico. Ni byo, Uhoraho agiye kuzuza umugambi
afitiye abaturage ba Babiloni.

13Wowe uhora hafi y'amazi magari, ukagira umutungo utubutse, umunsi wawe
urageze, ibyawe byakurangiriyeho.

14Uhoraho Umugaba w'ingabo, ubwe yarahiye agira ati «Nzakuzuzamo abantu
banganya ubwinshi n'inzige, bakuvugirize induru y'intambara.»

## Umuremyi w'isi n'ibigirwamana

(reba na 10,12–16)

15Uhoraho ni we waremesheje isi ububasha bwe, ibiyituye abihangana ubuhanga,
ubwenge bwe aburamburisha ijuru.

16Iyo avuze wagira ngo ni amasumo y'amazi mu ijuru, ni we ukoranya ibicu
nyamunini mu mpera z'isi, akarekura imirabyo imvura ikagwa, kandi agakura
imiyaga mu ndiri zayo.

17Umuntu wese arumirwa, bikamubera urujijo, umucuzi wese agaterwa isoni
n'ikigirwamana cye: rwose amashusho ye ni ibinyoma, nta mwuka uyarimo!

18Byose ni ubucucu n'amanjwe baseka, igihe cyo guhanwa nikigera, bizarimburwa.

19Naho Imana, yo mugabane wa Yakobo si uko iteye! Yo, ni umuremyi wa byose;
Israheli ikaba ari umuryango yeguriweho umugabane; Uhoraho Umugaba w'ingabo,
ni ryo zina rye.

## Babiloni izarimbuka

20Wahoze uri inyundo yanjye, ukambera intwaro y'intambara. Ni wowe
najanjagurishije amahanga, ndimbura ibihugu.

21Ni wowe najanjagurishije amafarasi n'abayagenderaho, njanjagura amagare
y'intambara n'abayagenderaho.

22Ni wowe najanjagurishije abagabo n'abagore, njanjagura abasaza n'abasore,
abahungu n'abakobwa.

23Ni wowe najanjagurishije abashumba n'amashyo yabo, njanjagura abahinzi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'ibimasa byabo, abatware n'abategetsi.

24Mu maso yanyu, nzaryoza Babiloni n'abaturage ba Kalideya ubugome bwose bagiriye Siyoni, uwo ni Uhoraho ubivuze.

25Tuzabonana nawe, Musozi w'icyorezo, wowe urimbura isi yose, uwo ni Uhoraho ubivuze. Nzaguhagurukira, nguhananture hejuru y'urutare, maze nguhindure umuyonga.

26Ntuzongera gucukurwamo ukundi ibuye ry'insanganyarukuta cyangwa iry'imfatizo, uzahinduka itongo ubuziraherezo — uwo ni Uhoraho ubivuze.

27Nimuzamure ibendera ku isi, muvuze ihembe mu mahanga! Nimukoranye amahanga ayirwanye, muyiteze ibihugu bya Ararati, Mini n'Ashikenazi. Mushyireho n'abatware b'ingabo, muzane amafarasi menshi acukiranye nk'inzige.

28Nimukoranye amahanga ayirwanye; ari abami b'Abamedi, abatware babo n'abategetsi babo, mbese igihugu cyabo cyose.

29Isi yose iratengurwa n'ubwoba, kuko imigambi Uhoraho yagiriye Babiloni igiye kuzuzwa: igihugu cya Babiloni kigiye guhinduka amatongo, abaturage bayo bayicikemo.

30Intwari z'i Babiloni zatinye kurwana, zigungiye mu bwihisho, zacitse intege; zahindutse nk'abagore b'inyanda! Amazu yayo bayatwitse, inzugi zayo barazisandaza.

31Ujyanye inkuru arahura n'undi uyijyanye, intumwa igahura n'indi, bajya gutangariza umwami w'i Babiloni ko umugi wafashwe impande zose,

32amayira akaba yafunzwe, ibigo bikomeye bigatwikwa, naho ingabo ze zigakwirwa imishwaro.

33Uhoraho, Umugaba w'ingabo Imana ya Israheli, avuze atya: Babiloni imeze nk'imbuga bariho batunganya, ni akanya gato bagahura umusaruro.

### Imana yiyemeje guhorera umuryango wayo

34Nebukadinetsari, umwami w'i Babiloni yarandiye, aranyunyuza, ansiga ndi igikanka. Yaranconshomeye nk'igisimba, amaze guhaga umusokoro wanjye, aranjugunya.

35Abatuye Siyoni baravuga bati «Ibyago n'amakuba twagiriwe nibiryozwe Babiloni!» n'ab'i Yeruzalemu bati «Amaraso yacu naryozwe Abakalideya!»

36None rero, Uhoraho avuze atya: Ngiye kukurwanirira, maze nguhorere. Nzakamya inyanja yayo n'amasoko yayo;

37Babiloni izahinduka ikirundo cy'amabuye, n'isenga y'imbwebwe, mbese bahinduke itongo riteye ubwoba; nta we uzahatura ukundi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

38Igihe bo bazaba bakoranye, batontoma nk'intare z'ibisore, bagahuma nk'ibyana by'intare z'ingore,

39ibyishimo byabo nibimara kuba byose nzabategurira ibirori: mbasindishe bamere nk'abapfuye, basinzire ubuticura, boye kuzakanguka ukundi, uwo ni Uhoraho ubivuze.

40Nzabayobora mu ibagiro nk'amasekurume y'intama, cyangwa intama z'inyagazi n'amasekurume y'ihene.

### Amaganya atewe n'ibyabaye kuri Babiloni

41Bishoboka bite! Sheshaki yafashwe, iranyazwe ari yo yari ububengerane bw'isi yose! Byashoboka bite ko mu mahanga yose Babiloni yaba ari yo ihinduka itongo!

42Inyanja yuzuriye kuri Babiloni imivumba yayo isuma iyirengaho.

43Imigi yayo yabaye amatongo, ihindutse igihugu cy'amapfa n'amayaga, igihugu kitagira ugituye, ntikigire ukigenda.

44Nzahagurukira Beli y'i Babiloni, nyikure mu kanwa ibyo iriho iconshomera. Amahanga ntazongera kubyigana ayisanga, inkike ya Babiloni na yo izasenyuka.

45Mwebwe abo mu muryango wanjye, nimuyivemo, buri wese arwane ku magara ye, muhunge umuriro w'uburakari bw'Uhoraho.

46Nzabarinda gucika intege no guterwa ubwoba n'impuha zizakwira mu gihugu; mu mwaka umwe bavuga ibi, mu wundi bakavuga biriya, ubwo kandi ariko urugomo ruca ibintu mu gihugu, umunyamaboko akirukana undi nka we.

47None rero, mubimenye, igihe kiregereje, maze mpagurukire ibigirwamana by'i Babiloni. Igihugu cyose kizakozwa isoni, n'intumbi zacyo zicyararikwemo.

48Ubwo rero, ijuru n'isi n'ibiyiriho byose, bizayikine ku mubyimba. Koko rero, ngabo abarimbuzi bayiteye baturutse mu majyaruguru, uwo ni Uhoraho ubivuze.

49Ku isi yose hapfuye abantu batabarika, bazize Babiloni; ubu na yo ubwayo izarimbuka, izize abo yishe muri Israheli.

50Mwebwe abarokotse inkota nimufate inzira, ntimuhagarare. Nimutakambire Uhoraho mukiri kure, kandi mujye mwibuka Yeruzalemu!

51Nta bwo twishimiye gutukwa, isoni zaradukoze, kuko abanyamahanga bacengeye ahantu hatagatifu mu Ngoro y'Uhoraho.

52None rero, igihe kiregereje — uwo ni Uhoraho ubivuze — nzahagurukire ibyo bigirwamana byayo, maze mu gihugu cye cyose inkomere zenda gupfa ziboroge.

53N'iyo Babiloni yakwiyubakira inkike zikomeye, zigera hejuru mu birere, ndamutse mbitegetse abarimbuzi bayishyikira, uwo ni Uhoraho ubivuze.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

54I Babiloni haturutse induru y'impuruza, mu gihugu cya Kalideya ibintu byadogereye!

55Ni Uhoraho urimbura Babiloni, agacubya urwo rusaku rukabije. N'iyo induru yabo yaba isumbye kure amasumo y'amazi magari, ntiyabura kuyicecekesha.

56Ni koko, umurimbuzi ateye Babiloni: intwari zayo yazifashe mpiri, imiheto yazo yavunaguritse, kuko Uhoraho ari Imana yihorera, ikamenya no kwihimura.

57Nzasindisha ibikomangoma byayo, abahanga bayo, abategetsi bayo, abatware bayo n'intwari zayo. Bazasinzira nk'abapfuye, boye kuzakanguka ukundi. Uwo ni Uhoraho ubivuze, izina rye rikaba Uhoraho Umugaba w'ingabo.

58Uhoraho Umugaba w'ingabo avuze atya: Inkike ngari ya Babiloni yarimbutse burundu, amarembo yayo maremare asenyurwa n'umuriro. Ibihugu biravunwa n'ubusa, amahanga aragokera umuriro!

### Seraya aroha igitabo muri Efurati

59Dore amabwiriza umuhanuzi Yeremiya yahaye Seraya, mwene Neriya wa Mahiseya, igihe ajyanye n'umwami Sedekiya i Babiloni, mu mwaka wa kane w'ingoma ye. Seraya ni we wari umufasha w'umwami mu ngando.

60Yeremiya akaba yari yarakomatanyirije mu gitabo kimwe amakuba yose yari kuzagwirira Babiloni; mbese harimo amagambo yose yavuzwe haruguru yerekeye Babiloni.

61Yeremiya ni ko kubwira Seraya, ati «Nugera i Babiloni uzihutire gusoma aya magambo yose mu ijwi riranguruye,

62maze uzavuge uti 'Uhoraho, ni wowe wemeje ko aha hantu uzahatsemba ntihazagire ikinyabuzima kihasigara, ari abantu, ari amatungo; hakazahinduka itongo ubuziraherezo.'

63Nurangiza gusoma iki gitabo, uzagihambireho ibuye, maze ukijugunye rwagati muri Efurati,

64ugira uti 'Nguko uko Babiloni izarohama, ntizongere kubyutsa umutwe ukundi, kubera amakuba yose nyiterereje.'» Amagambo ya Yeremiya ni hano arangiriye.

## Yeremiya 52

# ISENYWA RYA YERUZALEMU

### Abanyababiloni bigabiza Yeruzalemu

(2 Bami 24,18–25, 30; Yer 39,1–10)

1Sedekiya yagiye ku ngoma afite imyaka makumyabiri n'umwe, maze ategeka Yeruzalemu igihe cy'imyaka cumi n'umwe; nyina yitwaga Hamutali, umukobwa wa Irimeyahu w'i Libuna.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2Yakoze ibidatunganiye Uhoraho, mbese nk'uko Yoyakimu yabigenjeje.

3Ibyabereye i Yeruzalemu no muri Yuda byasembuye uburakari bw'Uhoraho, kugeza ubwo abatereranye arabazinukwa. Sedekiya na we yaje kwigomeka ku mwami w'i Babiloni.

4Ku munsi wa cumi w'ukwezi kwa cumi, mu mwaka wa cyenda w'ingoma ya Sedekiya, Nebukadinetsari, umwami w'i Babiloni yazanye n'ingabo ze zose, baca ingando imbere ya Yeruzalemu barayigota impande zose.

5Uwo mugi wakomeje kugotwa kugeza mu mwaka wa cumi n'umwe w'ingoma y'umwami Sedekiya.

6Ku munsi wa cyenda w'ukwezi kwa kane, inzara yari imaze guca ibintu mu mugi, n'abantu babuze ibibatunga,

7nuko urukuta rw'umugi barucamo icyuho. Ingabo zose zahise ziva mu mugi nijoro zirahunga, zinyura mu irembo ryari hagati y'inkike zombi hafi y'umurima w'umwami, maze bakomeza inzira igana Araba. Ubwo ariko ibyo byabaye Abakalideya bakigose umugi.

8Nyamara ingabo z'Abakalideya zikurikirana umwami, maze zifatira Sedekiya mu kibaya cy'i Yeriko, ubwo ingabo ze ziratatana, ziramutererana.

9Abakalideya bamaze gufata umwami, bamujyana i Ribula mu gihugu cya Hamati, bamushyikiriza umwami w'i Babiloni kugira ngo amucire urubanza.

10Umwami w'i Babiloni yica abahungu ba Sedekiya, abyirebera; abatware bose ba Yuda na bo yabagenjereje atyo, abatsinda i Ribula.

11Nyuma, anogoramo amaso ya Sedekiya, amubohesha umunyururu w'inyabubiri w'umuringa. Umwami w'i Babiloni amujyana i Babiloni, amushyira mu buroko kugeza ubwo abuguyemo.

12Ku munsi wa cumi w'ukwezi kwa gatanu mu mwaka wa cumi n'icyenda w'ingoma ya Nebukadinetsari, umwami w'i Babiloni, niho Nebuzaradani umutware w'abarinda umwami akaba n'umwe mu byegera by'umwami w'i Babiloni, yageze i Yeruzalemu.

13Nuko atwika Ingoro y'Uhoraho n'ingoro y'umwami, ndetse n'amazu yose y'i Yeruzalemu.

14Naho inkike za Yeruzalemu zari ziyikikije impande zose, zisenywa n'ingabo z'Abakalideya, ziyobowe n'umutware w'abarinda umwami.

15Abantu bari basigaye mu mugi, ingabo zaganjwe zikiyegurira umwami w'i Babiloni na bamwe mu banyabukorikori, Nebuzaradani umutware w'abarinda umwami abajyana bunyago bose;

16ariko yasize mu gihugu bamwe bo muri rubanda rugufi kugira ngo babe


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

abanyamizabibu n'abahinzi b'imirima.

17Naho inkingi z'umuringa zo mu Ngoro, ibitereko hamwe n'ikizenga cy'amazi kibumbye mu muringa byari mu Ngoro y'Uhoraho, Abakalideya barabimenaguye, bajyana icyitwa umuringa cyose i Babiloni.

18Batwaye kandi ibyungo, ibitiyo, imikasi, inzuho zigenewe gutera icyuhagiro, inkongoro, hamwe n'ibindi bikoresho bya ngombwa mu mirimo ikorerwa mu Ngoro.

19Umutware w'abarinda umwami w'i Babiloni afata kandi amabesani, amasafuriya, inzuho zigenewe gutera icyuhagiro, ibyungo, ibinyarumuri, inkongoro n'indobo, byose bikozwe muri zahabu, no muri feza.

20Izo nkingi ebyiri, hamwe n'icyo kizenga cy'amazi n'ibimasa cumi na bibiri cyari giteretseho, byose bikozwe mu muringa, ni Umwami Salomoni wabikoreshereje Ingoro y'Uhoraho, kandi nta washoboye gupima uburemere bw'umuringa wabigiyeho.

21Inkingi ya mbere yari nk'igitembo, ifite uburebure bw'imikono cumi n'umunani, umuzenguruko w'imikono cumi n'ibiri, n'umubyimba w'intoki enye.

22Yari ifite umutwe w'umuringa, ufite uburebure bw'imikono itanu, kandi yari isesuyeho incundura zitatseho imbuto zitukura, byose bikozwe mu muringa. Inkingi ya kabiri na yo yanganaga ityo, kandi ifite imitako nk'iyo.

23Hariho imitako y'imbuto zitukura mirongo cyenda n'itandatu ku mpande, yose hamwe ikaba imitako y'imbuto ijana, zikikije incundura.

24Umutware w'abarinzi b'umwami w'i Babiloni afata Seraya umuherezabitambo mukuru, na Sefaniya umuherezabitambo umwungirije, hamwe n'abarinzi batatu b'irembo.

25Yagiye no mu mugi afata umunyacyubahiro wari umutware w'ingabo, ahafata n'abagabo barindwi b'ibyegera by'umwami, hamwe n'umunyamabanga w'umutware w'ingabo wari ushinzwe kwandika abinjiye mu ngabo z'igihugu; byongeye, afata n'abagabo mirongo itandatu bari mu mugi rwagati.

26Abo bose Nebuzaradani umutware w'abarinda umwami arabafunga, hanyuma abashyira umwami w'i Babiloni, i Ribula.

27Umwami w'i Babiloni abicishiriza aho i Ribula mu gihugu cya Hamati. Nguko uko Yuda yajyanywe bunyago kure y'igihugu cye.

28Dore umubare w'abantu Nebukadinetsari yajyanye bunyago. Mu mwaka wa karindwi hagiye Abayuda 3,023.

29Naho mu mwaka wa cumi n'umunani w'ingoma ye, umwami Nebukadinetsari yavanye i Yeruzalemu abantu 823.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

30Hanyuma mu mwaka wa makumyabiri n'itatu w'ingoma ya Nebukadinetsari, Nebuzaradani umutware w'abarinda umwami ajyana bunyago Abayuda 745. Bose hamwe ni abantu 4,600.

### Evili-Merodaki ababarira Yoyakini

(2 Bami 25,27–30)

31Ku munsi wa makumyabiri n'itanu w'ukwezi kwa cumi n'abiri, mu mwaka wa mirongo itatu n'irindwi w'ubunyagwe bwa Yoyakini, umwami wa Yuda, Evili-Merodaki, umwami w'i Babiloni, wari ukijya ku ngoma, ababarira Yoyakini, umwami wa Yuda, aramufungura.

32Nuko amuganiriza gicuti kandi amuha intebe y'icyubahiro isumba iz'abandi bami bari hamwe i Babiloni.

33Yoyakini yiyambura imyambaro ye ya kinyururu, maze agasangira n'umwami ku meza ye, mu gihe cyose yari akiriho;

34ibimutunga bya buri munsi, akabihabwa n'umwami w'i Babiloni kugeza ubwo apfuye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Amaganya

## Amaganya 1

***Alefu***

**INDIRIMBO YA MBERE**

1Mbega ngo umugi wari utuwe n'imbaga nyamwinshi urasigaramo ubusa! Uwahoze
ari igikomerezwa mu mahanga n'umwamikazi w'ibihugu,

***Beti***

ameze nk'umupfakazi, arakoreshwa imirimo y'uburetwa!

2Arara arira ijoro ryose, amarira akamutemba ku matama; mu bamukundaga bose
nta n'umwe umuhoza, incuti ze zose zaramutereranye, zihinduka abanzi be.

***Gimeli***

3Yuda yajyanywe bunyago, irasuzugurwa kandi ishikamirwa n'ubucakara; ituye mu
mahanga ntihagira uburuhukiro, abari bayikurikiranye bayifatiye mu mfutanwa.

***Daleti***

4Amayira y'i Siyoni ari mu cyunamo, nta muntu n'umwe ukiza mu minsi mikuru;
amarembo yayo yose yabaye amatongo, abaherezabitambo bayo baraganya, n'abari
bayo baguye mu kantu: mbega agahinda gakomeye ka Siyoni!

***He***

5Abayirwanyaga barayinesheje, abanzi bayo baranezerewe, kuko ari Uhoraho
wayibabaje, ayiryoza ibicumuro byayo bitagira ingano. Ibitambambuga byayo
byajyanywe bunyago, umwanzi abijya inyuma.

***Vawu***

6Ikuzo ry'umwari wa Siyoni ryarayoyotse, abatware bayo bamera nk'impara zitagira
urwuri; bagendaga nta kabaraga, imbere y'ababashoreye.

***Zayini***

7Yeruzalemu iribuka ya minsi y'umubabaro n'agahinda, ubwo abantu bayo bagwaga
mu biganza by'umwanzi kandi itagira kirengera; abanzi bayo babibonaga, bishimira
irimbuka ryayo.

***Heti***

8Yeruzalemu yaracumuye bikomeye, none yahindutse nk'ikintu cyahumanye,
abahoze bayirata basigaye bayinnyega, kuko babona ubwandure bwayo; na yo
ubwayo iraganya, ikabahisha amaso.

***Teti***

9Ingutiya yayo yahomyeho umwanda, ibyayibayeho, nta na rimwe yigeze ibitekereza
mbere; yacishijwe bugufi bitangaje, ibura n'uyihumuriza, none iravuga iti «Uhoraho,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

itegereze umubabaro wanjye, urebe ukuntu umwanzi wanjye anyishimaho!»

***Yodi***

10Umwanzi yaramburiye ikiganza ku byiza byayo byose, maze abanyamahanga binjira mu rusengero rwayo, ibyirebera, kandi warategetse ngo «Ntibazinjire mu ikoraniro ryawe!»

***Kafu***

11Imbaga yayo yose uko yakabaye iraganya, bariho barashakashaka umugati; baragurana ibyiza byabo ibyo kurya ngo bagarure ubuyanja. Yeruzalemu iratakamba igira iti «Uhoraho, itegereze, urebe ukuntu nasuzuguritse!

***Lamedi***

12«Yemwe, bahisi n'abagenzi mwese, nimurebe, mwitegereze, niba hari akababaro kamera nk'aka kanjye, ari na ko natejwe n'Uhoraho, ku munsi w'uburakari bwe bukaze.

***Memu***

13Yankongejemo umuriro uturutse hejuru, utwika amagufa yanjye; yanteze umutego aho nyura maze arambirindura, yangize nk'umugore w'intabwa, buri gihe mba merewe nabi.

***Nuni***

14Yagenzuye ibibi nkora byose, abicigatira mu kiganza; umutwaro wabyo awungereka ku bitugu, ugahungabanya imbaraga zanjye. Uhoraho yangabije ibiganza by'abanzi, kandi ndashoboye guhangana na bo!

***Sameki***

15Uhoraho yirukanye intwari zose zari iwanjye, yarankomanyirije kugira ngo bavunagure abasore banjye. Uhoraho yaribatiye umwari mu rwengero, ari we mukobwa wa Yuda.

***Ayini***

16Ngibyo ibyatumye mpogora, amaso yanjye agasesa amarira, koko rero uwari kumpumuriza akandema agatima, andi kure. Abana banjye barihebye, kuko umwanzi yabarushije amaboko.»

***Pe***

17Siyoni iteze ibiganza,

***Tsade***

ariko nta we uyihumuriza. Uhoraho yategeje Yakobo abamushikamira impande zose; Yeruzalemu yahindutse umwanda rwagati muri bo.

18«Uhoraho ni umunyakuri, koko nasuzuguye amategeko ye. Nimutege amatwi, miryango mwese, mwitegereze umubabaro wanjye, kuko abakobwa banjye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'abasore banjye bajyanywe bunyago.

***Kofu***

19Natakambiye amacuti yanjye, yo arantererana; abaherezabitambo n'abakuru
banjye baguye mu mugi, bariho bashaka ibyo kurya ngo bagarure ubuyanja.

***Reshi***

20Uhoraho, itegereze amakuba ndimo! Ndatengurwa nkabunza umutima, kuko
nagusuzuguye bikabije. Ku gasozi inkota yancuje abana, no mu rugo hameze
nk'ahatashywe n'Urupfu.

***Shini***

21Tega amatwi amaganya yanjye, kuko nta n'umwe umpumuriza! Abanzi banjye bose
bumvaga amakuba ndimo, bakishimira ibyago wanteje. Na bo urakabateza umunsi
nk'uwo wangeneye, maze bapfe urwanjye!

***Tawu***

22Ubugome bwabo nibwigaragaze imbere yawe, ubahane nk'uko wampannye,
umpoye ibicumuro byanjye byose, kuko amaganya yanjye ari menshi, kandi ngahora
nsuhuza umutima.

## Amaganya 2

***Alefu***

### INDIRIMBO YA KABIRI

1Mbega ngo Uhoraho ararakarira umwari w'i Siyoni, bigatuma amutera gusuherwa!
Yahanantuye ikuzo rya Israheli ariroha hasi; ntiyibuka akabaho akandagizaho
ibirenge bye, ku munsi w'uburakari bwe!

***Beti***

2Uhoraho yatsembye inzuri zose za Yakobo, atazibabariye; mu burakari bwe asenya
ibigo by'umwari wa Yuda; yabirunze hasi, ahindanya igihugu n'abatware bacyo.

***Gimeli***

3Kubera uburakari bwe bukaze yatsembye ububasha bwose bwa Israheli, ayihina
akaboko k'iburyo imbere y'abanzi; muri Yakobo ahacana umuriro ugurumana,
uhatwika impande zose.

***Daleti***

4Yafoye umuheto we nk'umwanzi, abangura ukuboko kw'iburyo nk'umubisha;
atsemba abari bafite igikundiro bose. Yacuranuriye uburakari bwe ku ihema
ry'umwari w'i Siyoni, nuko buragurumana nk'umuriro.

***He***

5Uhoraho yahindutse nk'umwanzi atsemba Israheli, yatsembye iminara yayo yose,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

asenya n'ibigo byayo; umwari w'i Siyoni amugwiriza amaganya n'umubabaro.

***Vawu***

6Nk'uko bangiza ubusitani n'akazu kaburimo, ni ko yayogoje igihugu cyose n'umurwa wacyo, avanaho ahantu haberaga amakoraniro matagatifu. Uhoraho yatumye iminsi mikuru n'amasabato byibagirana muri Siyoni; kubera uburakari bwe bugurumana, yigizayo umwami n'umuherezabitambo.

***Zayini***

7Uhoraho yahigitse urutambiro rwe, azinukwa Ingoro ye, inkike z'iminara azigabiza ibiganza by'umwanzi; none barasakuriza mu Ngoro y'Uhoraho nk'abari mu minsi mikuru!

***Heti***

8Uhoraho agambiriye kurimbura inkike y'umwari w'i Siyoni; agiye kuharinganiza ateyeho umugozi, kandi ntazahina akaboko atamaze kuhatsemba. Inkuta n'inkike azishyize mu cyunamo; zose zizasenyukira icyarimwe.

***Teti***

9Amarembo yayo yarigise mu butaka, ibihindizo yarabikuye, arabicagagura; umwami wayo n'abatware bayo bigaruriwe n'abanyamahanga, nta mategeko akiharangwa, n'abahanuzi bayo ntibakibonekerwa n'Uhoraho!

***Yodi***

10Abakuru b'umwari w'i Siyoni bicaye hasi, bagwa mu kantu; none baritumurira umukungugu mu mutwe, bakenyeye ibigunira. Abari b'i Yeruzalemu bubitse umutwe ukora ku butaka.

***Kafu***

11Amaso yanjye yakobowe n'amarira, ndiho ndatengurwa; nacitse intege kuko umwari w'umuryango wanjye yarimbutse, abana b'ibitambambuga n'abakiri ku ibere, bakaba basambagurikira ku bibuga by'umurwa.

***Lamedi***

12Barabaza ba nyina, bati «Ingano na divayi biri he?» ari na ko barabirana nk'inkomere ku bibuga by'umurwa, basambagurika mu maboko ya ba nyina.

***Memu***

13Icyo nakuvugaho se ni iki? Nakugereranya n'iki se, mwari w'i Yeruzalemu? Uwagukiza akaguhumuriza, yaba ari nde, wa mukobwa we, mwari w'i Siyoni? Akaga urimo ko kangana n'inyanja, ni nde washobora kugukiza?

***Nuni***

14Amabonekerwa abahanuzi bawe bakugejejeho, ni ibinyoma n'impfabusa! Ntibakugaragarije igicumuro cyawe, kugira ngo wirinde ibi byakugwiririye, ahubwo


© 2012, Bible Society of Rwanda.

impanuro bakubwiye, zarakurindagije zirakuyobya.

***Sameki***

15Abahisi n'abagenzi barakuryanira inzara, barakuvugiriza induru, bakakuzunguriza umutwe, wowe, mwari w'i Yeruzalemu, bagira bati «Mbese uyu ni wa mugi wavugwagaho ubwiza buhebuje, ukaba n'umunezero w'isi yose?»

***Pe***

16Abanzi bawe bose barakwasamiye, baravuza induru, bagahekenya amenyo, bavuga bati «Twaramuyongobeje! Koko uyu ni wo munsi twari dutegereje, none tuwugezeho, turawubonye!»

***Ayini***

17Uhoraho yageze ku cyo yagambiriye, ashoje icyo ijambo rye ryagennye kuva kera; yatsembye nta mbabazi, atuma umwanzi akwishimaho, yongera ububasha bw'ababisha bawe.

***Tsade***

18Takambira Uhoraho, umuganyire, mwari w'i Siyoni; reka amarira yawe yisuke amanywa n'ijoro, boshye amazi y'umugezi; ntiwigere uruhuka, n'amarira ntakame mu maso yawe!

***Kofu***

19Haguruka, utakambe ijoro ryose, uhereye igihe izamu ritangirira; curanurira umutima wawe imbere y'uruhanga rw'Uhoraho nk'uko basuka amazi; mutegere amashyi kubera ibitambambuga byawe, byarabiraniye hose mu mayirabiri, bizize inzara.

***Reshi***

20«Uhoraho, reba kandi witegereze; abo wakoreye ibi ni bande? Byagenze bite kugira ngo ababyeyi barye abana babo, bya bitambambuga byabateraga ubwuzu? Byagenze bite kugira ngo abaherezabitambo n'abahanuzi bicirwe icyarimwe mu Ngoro y'Uhoraho?

***Shini***

21Umwana n'umusaza barambaraye mu mayira; abakobwa banjye n'abasore banjye bamazwe n'inkota, ku munsi w'uburakari bwawe warishe, usogota bose nta mbabazi.

***Tawu***

22Wampagurukirije abaterabwoba bankikije, mbese nk'abantu batumiriwe umunsi mukuru; ntihagira urokoka cyangwa ucika ku icumu, ku munsi w'uburakari bw'Uhoraho. Abo nirereye nkababakuza, umwanzi yabantsembyeho.»

## Amaganya 3

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

*Alefu*

## INDIRIMBO YA GATATU

1Ndi umuntu wamenyeranye n'umubabaro; nywutewe n'inkoni y'uburakari bwe.

2Yaranshoreye anyuza mu mwijima, aho kungendesha mu rumuri.

3Ni jye jyenyine acyamuriraho ikiganza cye, akabigira iminsi yose.

*Beti*

4Yanyoshye buhoro buhoro umubiri wanjye, amagufa yanjye arayajanjagura;

5yanzengurukijeho urukuta rurangota, ankikizaho ibitotezo n'ibyago;

6antuza mu mwijima mbese nk'abapfuye bo mu bihe bya kera.

*Gimeli*

7Yarankingiranye sinashobora gusohoka, ambohesha iminyururu iremereye.

8Naratakambye ndanatabaza, ariko isengesho ryanjye ararizinzika.

9Inzira zanjye yarazizitiye n'amabuye abajije, aho nanyuraga arahazibira.

*Daleti*

10Amereye nk'ikirura cyubikiye cyangwa nk'intare irekereje;

11yayobagije amayira yanjye, aranshwanyaguza; ansiga ndi igiterashozi.

12Yafoye umuheto we maze angira nk'intego y'umwambi we.

*He*

13Yampinguranyije impyiko n'imyambi yo mu mutana we.

14Umuryango wanjye wose wampinduye urw'amenyo, barantaramana igihe cyose.

15Yampagije indurwe, anyuhira ibinyobwa bisharira.

*Vawu*

16Yampekenyesheje umusenyi, andisha ivu.

17Umutima wanjye nta mahoro ukiranganwa, sinkibuka icyitwa amahirwe!

18Nuko ndavuga nti «Imbaraga zanjye zarayoyotse, kimwe n'icyizere nari mfitiye Uhoraho.»

*Zayini*

19Ibuka umubabaro wanjye n'agahinda kanjye, umenye indurwe n'uburozi wanyuhiye!

20Ndabizirikana maze umutima wanjye ugashenguka;

21ariko kandi nzakomeza nibuke n'ibi ngibi bintera icyizere:

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

*Heti*

22ni koko, imbabazi z'Uhoraho ntizirashira, urukundo rwe ntirugira iherezo,

23ahubwo ineza ye ayivugurura uko bukeye, ubudahemuka bwe ntibugira urugero!

24Ubwo ndavuga nti «Uhoraho ni we munani wanjye, ni cyo kintera kumwiringira.»

*Teti*

25Uhoraho ni mwiza ku bamutegereje, anezeza umutima w'abamushakashaka.

26Ni byiza ko umuntu yategereza mu ituze umukiro uzaturuka kuri Uhoraho,

27akanikorera umuzigo we, akiri muto.

*Yodi*

28Ni byiza ko umuntu yakwicara ahiherereye agatuza, mu gihe umutwaro w'Uhoraho ukimuremereye;

29ajye yunama akoze umunwa mu mukungugu: ahari byamuviramo kwizera!

30Nategere umusaya umukubita, maze yemere guhazwa n'ibitutsi,

*Kafu*

31kuko Uhoraho nta we atererana buheriheri.

32Ni koko, arahana ariko akagira imbabazi, akurikije impuhwe ze zitagira urugero;

33ntanezezwa no gucyaha abantu cyangwa ngo agambirire kubababaza.

*Lamedi*

34Iyo bakandamiza imbohe zose z'igihugu,

35bagahinyura uburenganzira bw'ikiremwamuntu mu maso y'Umusumbabyose,

36bakarenganya umuntu mu rubanza, ubwo se Uhoraho yaba atabibona?

*Memu*

37Ni nde uvuga ijambo rimwe, ibyo avuze bikabaho? Uhoraho se, si we utegeka?

38Mu kanwa k'Umusumbabyose se, si ho haturuka amakuba n'amahirwe?

39Noneho se muntu yakwinubira iki, niba akiriho, kandi ari n'umunyabyaha?

*Nuni*

40Nidusuzume inzira zacu, tuzigenzure maze tugarukire Uhoraho;

41twerekeze ibiganza byacu ejuru, imitima yacu ihugukire Imana iri mu ijuru.

42Ni koko, twaracumuye turigomeka, naho wowe, wanga kutubabarira!

*Sameki*

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

43Wimiramijeho uburakari bwawe, uraduhiga, maze uradutsemba nta mbabazi;

44wikingiriza igicu cyawe kugira ngo isengesho ryacu ritakugeraho,

45uduhindura ibiseswa n'umwanda rwagati mu bihugu.

***Pe***

46Abanzi bacu bose baratwasamiye;

47umugabane dusigaranye ni ubwoba n'urwobo, amakuba n'ukurimbuka;

48none amaso yanjye arasesa amarira adakama, kubera ukurimbuka k'umwari w'umuryango wanjye.

***Ayini***

49Amaso yanjye ararira ubudatuza, kandi nta na rimwe ajya ahwema,

50kugeza ubwo Uhoraho azunama, akarebera aho ari mu ijuru.

51Amaso yanjye arambaga kubera agahinda natewe n'abakobwa bose bo mu Mugi wanjye.

***Sade***

52Abanyanga nta mpamvu barantoteza, bakampiga nk'inyoni;

53baroshye ubugingo bwanjye mu rwobo, bangerekaho ibuye;

54amazi andenga ku mutwe, ni ko kuvuga nti «Ndahejeje!»

***Kofu***

55Uhoraho, natakambiye izina ryawe, ndi ikuzimu mu rwobo;

56umva ijwi ryanjye rigutakira, rigira riti «Wikwima amatwi imiborogo n'induru byanjye.»

57Waranyegereye umunsi nagutakambiraga, maze uravuga uti «Wigira ubwoba!»

***Reshi***

58Uhoraho, mu rubanza banciraga, wambereye umuvugizi, ugobotora ubugingo bwanjye;

59Wabonye ukuntu bampohoteraga, Uhoraho, ngwino undenganure.

60Wabonye uko bashishikajwe no kwihorera, n'imigambi yose mibi bamfitiye.

61Uhoraho, wumvise ibitutsi byabo, n'uko bahihibikanira kungambanira;

62mu byo bavuga no mu byo bongorerana abanzi banjye ntibahwema kundenguriraho.

63Bitegereze: baba bicaye, baba bahagaze, ni jye bataramana.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

*Tawu*

64Uhoraho, na bo uzabiture ukurikije ibikorwa byabo;

65umutima wabo uzawukomeze nk'ibuye, ube ari wo muvumo ubavumye.

66Uzabakurikirane wuzuye uburakari, ubatsembe mu nsi y'ijuru ryawe, Uhoraho.

## Amaganya 4

*Alefu*

### INDIRIMBO YA KANE

1Mbega ngo zahabu irahindana, ya zahabu iyunguruye yarononekaye!

*Beti*

Mbega ngo amabuye matagatifu aranyanyagira agakwira hose mu mayirabiri!

2Byagenze bite kugira ngo abana ba Siyoni, bo bagereranywaga na zahabu inogereye,
bageze aho gufatwa nk'ibibindi by'ibumba, byabumbwe n'ibiganza by'umububumbyi?

*Gimeli*

3Yewe, n'imbwebwe zigira impuhwe, zikonsa ibyana byazo; ariko umuryango
wanjye wo ni intavumera, boshye za mbuni zo mu butayu.

*Daleti*

4Ururimi rw'ikibondo kikiri ku ibere, rwumiye mu rusenge rw'akanwa kubera
inyota; ibitambambuga birasaba umugati, ariko ntihagire uwubaha.

*He*

5Abari basanzwe barya bakijuta, ngabo baguye umudari mu mayira; abarerewe mu
mihemba, barigaragura mu myanda.

*Vawu*

6Amafuti y'umwari w'umuryango wanjye, asumbye kure ibyaha bya Sodoma, yo
yarimbutse mu kanya kangana urwara, nta n'uyikojejeho ikiganza.

*Zayini*

7Abahungu bayo barabagiranaga kurusha urubura, bakarusha n'amata kwererana;
imibiri yabo yashashagiraga kurusha umuhemba, mu maso habo hakabengerana
kurusha ibuye ry'agaciro.

*Heti*

8None dore mu ruhanga rwabo harirabura kurusha imbyiro: ntibakimenyekana mu
mayira; uruhu rwabo rwafashe ku magufa, rubumiraho uboshye igiti.

*Teti*

9Abicishijwe inkota barahiriwe kurusha abishwe n'inzara, bakagwa umudari, kubera
ko imirima yarumbye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

***Yodi***

10Abagore bafashe abana babo bagiriraga igishyika, barabateka kugira ngo babarye, kubera amakuba y'umwari w'umuryango wanjye.

***Kafu***

11Uhoraho yasagutswe n'umujinya, abadudubizaho uburakari bwe bw'igikatu; yacanye umuriro muri Siyoni, maze imfatiro zayo zose zirakongoka.

***Lamedi***

12Ari abami bo mu mahanga ari n'abatuye ku isi bose, nta n'umwe watekerezaga ko umubisha kimwe n'umwanzi, bazigera binjira mu marembo ya Yeruzalemu.

***Memu***

13Ibyo byatewe n'ibyaha by'abahanuzi bayo, kimwe n'amafuti y'abaherezabitambo bayo; bameneye amaraso y'intungane rwagati muri yo.

***Nuni***

14Barindagiraga mu mayira, nk'impumyi; bihumanyije n'amaraso, bituma nta we utinyuka gukora ku myambaro yabo.

***Sameki***

15Barabamaganaga bagira bati «Nimwigireyo mwarahumanye ! Nimwigireyo, nimwigireyo! Ntimugire icyo mukoraho!» Uko babuyeraga bahunga, abo mu mahanga baravugaga bati «Ntibazongere gutura iwacu ukundi!»

***Pe***

16Uhoraho yarabarebye maze arabatatanya, ntagishaka kubabona; ntibongeye kwita ku baherezabitambo, cyangwa ngo bubahe abasaza.

***Ayini***

17Twebweho, amaso yacu yari yatukujwe no kurira, igihe twari dutegereje ko umutabazi yaza; twarakenguzaga ariko biba iby'ubusa: mu mahanga ntibashoboye kudukiza!

***Tsade***

18Baratugenzuraga aho twajyaga hose, bakatubuza guhurira mu bibuga byacu. Twari tugiye gushira, akacu kari kashobotse, mbese igihe cyacu cyari cyageze.

***Kofu***

19Abari badukurikiranye barihutaga kurusha za kagoma mu kirere; ku misozi baratujujubyaga, naho mu mayaga bakadusatira.

***Reshi***

20Intore y'Uhoraho twakeshaga guhumeka, bayifatiye mu myobo yabo,

***Shini***

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kandi twaribwiraga tuti «Mu gicucu cyayo, ni ho tuzibera rwagati mu mahanga!»

21Ishime, uhimbarwe, mwari wa Edomu , wowe utuye mu gihugu cya Usi: nawe inkongoro izakugeraho, uzasinde maze wiyambike ubusa!

***Tawu***

22Mwari w'i Siyoni, amafuti yawe arababariwe; Uhoraho ntazongera kukujyana bunyago. Naho wowe, mwari w'i Edomu, azaguhanira amafuti yawe, agaragaze ibyaha byawe!

## Amaganya 5

### INDIRIMBO YA GATANU

1Uhoraho, ibuka ibyatugwiririye, itegereze maze urebe uko badutuka!

2Umurage wacu wigaruriwe n'abanyamahanga, amazu yacu agabizwa abantu tutazi.

3Dore turi impfubyi nta ba data tukigira, na ba mama babaye nk'abapfakazi.

4Amazi, tuyanywa ari uko dutanze feza, n'inkwi tuzibona tubanje kuzishyura.

5Baturi nabi rwose, turatotezwa, turarembye, ntitukigira ikiruhuko.

6Dutegeye amashyi Misiri na Ashuru, kugira ngo tubone imigati idutunga.

7Ababyeyi bacu baracumuye, ariko ntibakiriho, ubu ni twebwe dushengurwa n'ibicumuro byabo.

8Dusigaye dutegekwa n'abacakara, ntihagire n'umwe utuvana mu nzara zabo.

9Dusarura ingano zacu ari uko duhaze amagara, kubera abasahuzi baturuka mu butayu bakadutera.

10Umubiri wacu urahinda umuriro uboshye itanura, kubera inzara yatuzahaje.

11Muri Siyoni, abagore barafatwa ku gahato, kimwe n'abari mu migi ya Yuda.

12Bafashe abatware barabamanika, ntibacyubaha abakuru b'umuryango.

13Abasore baraheka urusyo n'ingasire, abahungu barikorera inkwi zikabaheta.

14Abasaza ntibakijya mu nama, abasore baretse gutera indirimbo zabo.

15Ibyishimo by'umutima wacu byarayoyotse, imbyino yacu ihinduka amaganya.

16Ikamba ryo ku mutwe wacu riraguye. Mbega ishyano! Turagowe kuko twahemutse!

17Icyatumye umubiri wacu wose urwara n'amaso yacu akaba yarahumye,

18ni uko umusozi wa Siyoni wabaye itongo, ugahinduka isenga ry'ingunzu.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

19Ariko wowe, Uhoraho, uri umwami iteka ryose, intebe yawe ihoraho, uko
amasekuruza agenda asimburana.

20Ni iki cyatuma watwibagirwa ubuziraherezo, ukadutererana igihe kireshya gitya?

21Uhoraho, twigarurire natwe tukugarukire, vugurura imibereho yacu, tumere nka
mbere.

22Naho ubundi se, waba waratuzinutswe burundu, ku buryo watugirira uburakari
bukabije gutyo?

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Ezekiyeli 1

1Ku munsi wa gatanu w'ukwezi kwa kane, mu mwaka wa mirongo itatu, nari ku
nkombe y'uruzi rwa Kebari rwagati mu bari barajyanywe bunyago, nuko ijuru
rirakinguka , ndabonekerwa.

2Kuri uwo munsi wa gatanu nyine — hari mu mwaka wa gatanu umwami Yoyakini
ajyanywe bunyago —

3ubwo ijambo ry'Uhoraho ringeraho, jyewe Ezekiyeli mwene Buzi,
umuherezabitambo, mu gihugu cy'Abakalideya, ku nkombe y'uruzi rwa Kebari. Aho
ni ho ububasha bw'Uhoraho bwansesekayeho.

### IHAMAGARWA RYA EZEKIYELI

#### Ezekiyeli yerekwa «igare ry'Uhoraho »

4Nuko ngo ndebe, mbona umuyaga w'inkubi wahuhaga uturuka mu majyaruguru,
mbona n'igicu kinini n'umuriro warabyaga n'umucyo impande zose; rwagati muri
uwo muriro hakarabagirana nka zahabu.

5Muri icyo cyezezi, nahabonaga ikintu kimeze nk'ibinyabuzima bine byasaga
n'abantu.

6Buri kinyabuzima cyari gifite umutwe w'impande enye n'amababa ane.

7Amaguru yabyo yari agororotse n'ibirenge bimeze nk'ibinono by'ibimasa,
bikarabagirana nk'umuringa usennye.

8Mu nsi y'amababa yabyo habonekaga ibiganza nk'iby'umuntu byarebaga mu
byerekezo bine, kimwe n'imitwe yabyo.

9Ayo mababa yabyo yari afatanye rimwe n'irindi, bikagenda ubudahindukira kimwe
kiromboreje imbere yacyo.

10Mu ruhanga rwabyo hasaga n'ah'umuntu, byose uko ari bine mu musaya w'iburyo
bigasa n'intare, mu w'ibumoso bigasa n'ikimasa, uko ari bine kandi bikagira umutwe
nk'uwa kagoma.

11Amababa yabyo yari arambuye yerekeye hejuru, buri kinyabuzima gifite amababa
abiri afatanye, n'andi abiri agitwikiriye;

12buri kinyabuzima kikagenda kiromboreje imbere yacyo bigana aho umwuka
ubyerekeje, kandi bikagenda ubudahindukira.

13Ibyo binyabuzima nabibonaga bimeze nk'amafumba agurumana, agenda
anyuranamo hagati yabyo, hakaba n'umucyo w'umuriro urabya;

14ibinyabuzima bikagenda binyuranamo kandi bisa n'umurabyo.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Nuko ngo ndebe, mbona uruziga ku butaka, iruhande rw'ibyo binyabuzima uko ari bine.

16Izo nziga zari zikoze mu ibuye ry'agaciro gakomeye. Zari zikoze kimwe kandi zisa, ku buryo wabonaga uruziga rumwe rusa n'urunyuze mu rundi.

17Zazengurukaga zigana mu byerekezo bine nta guhindukira.

18Umuzenguruko wa buri ruziga ukaba mugari ku buryo buteye ubwoba, kandi izo nziga uko ari enye zikaba zizengurutsweho n'amaso.

19Uko ibyo binyabuzima byagendaga, inziga na zo zaragendaga, byajya mu kirere na zo zikazamuka.

20Aho umwuka wabyerekezaga ni ho byajyaga, zikajyanirana na byo mu kirere, kuko umwuka w'ibinyabuzima wari muri izo nziga.

21Iyo ibyo binyabuzima byagendaga izo nziga na zo zaragendaga, byahagarara na zo zigahagarara, byajya mu kirere na zo zikazamuka; kuko umwuka w'ibinyabuzima wari muri izo nziga.

22Ku mutwe w'ibinyabuzima hari harambuyeho ikintu kimeze nk'igisenge, kikabengerana nk'ibuye ry'agaciro gakomeye, gitwikiriye imitwe yabyo;

23naho mu nsi y'icyo gisenge ni ho amababa yabyo yari aramburiye, rimwe rirebana n'irindi; buri kinyabuzima kikagira n'amababa abiri agitwikiriye.

24Nuko numva ijwi ry'urusaku rw'amababa yabyo rwari rumeze nk'umworomo w'amazi magari, iyo byatambukaga; mbese rwose rumeze nk'umworomo w'amazi magari cyangwa nk'ijwi ry'Umushoborabyose, nk'urusaku rw'imbaga nyamwinshi cyangwa nk'imirindi y'ingabo. Byaba bihagaze amababa yabyo bikayabumba.

25Humvikanaga rero urusaku rwinshi, ruturutse kuri cya kintu kimeze nk'igisenge cyari hejuru y'imitwe y'ibinyabuzima.

26Hejuru y'icyo gisenge cyari kirambuye hejuru y'imitwe yabyo, hari ikindi kintu gisa n'ibuye ry'agaciro gakomeye, gikoze nk'intebe y'ubwami; kuri iyo ntebe y'ubwami, hejuru rwose, hakaba igisa n'umuntu.

27Hanyuma mbona wa wundi akikijwe hejuru y'urukenyerero n'ikintu gisa n'umuriro, no mu nsi y'urukenyerero akikijwe n'urumuri rurabagirana nk'umuringa;

28urwo rumuri rugasa kandi n'umukororombya uboneka mu bicu ku minsi y'imvura, rwasaga mbese n'ikuzo ry'Uhoraho. Uko nakitegereje nitura hasi nubamye, maze numva ijwi ryavugaga.

## Ezekiyeli 2

### Ezekiyeli ahabwa igitabo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1Nuko rirambwira riti «Mwana w'umuntu, haguruka ngire icyo nkubwira.»

2Nuko rikibivuga, umwuka unyinjiramo, utuma mpagarara maze numva uwamvugishaga.

3Arambwira ati «Mwana w'umuntu, ngutumye ku Bayisraheli, kuri ibyo birara byanyigometseho. Bo n'abasekuruza babo banyigometseho kugeza uyu munsi.

4Urwo rubyaro rufite umutwe ukomeye n'umutima unangiye; ndugutumyeho ngo uzarubwire uti 'Ni ko Nyagasani Uhoraho avuze.'

5Bakumva cyangwa batakumva, kuko ari inyoko y'ibirara, ariko nibura bazamenya ko barimo umuhanuzi.

6Naho rero wowe, mwana w'umuntu, ntubatinye, ntuzaterwe ubwoba n'amagambo yabo nibakuvuguruza cyangwa se bakaguhinyura, kabone n'iyo wakwicara hejuru ya za manyenga. Witinya amagambo yabo cyangwa indoro yabo, kuko ari inyoko y'ibirara.

7Uzabagezeho amagambo yanjye, bakumva batakumva, kuko nyine ari inyoko y'ibirara.

8Naho rero wowe, mwana w'umuntu, uramenye ntuzabe ikirara ak'iyo nyoko yararutse; ahubwo tega amatwi wumve icyo ngiye kukubwira. Cyo ngaho asama maze urye icyo ngiye kuguha.»

9Nuko ngo ndebe mbona ikiganza kiza kingana kirimo igitabo kizinze,

10icyo kiganza kikiramburira imbere yanjye; icyo gitabo cyari cyanditseho imbere n'inyuma amaganya, iminiho n'imiborogo.

## Ezekiyeli 3

1Arambwira ati «Mwana w'umuntu, ngaho rya ! Icyo gitabo weretswe, kirye ; hanyuma ugende ubwire umuryango wa Israheli.»

2Nuko ni ko kwasama icyo gitabo ndakirya.

3Hanyuma arambwira ati «Mwana w'umuntu, rya kandi uhazwe n'iki gitabo nguhaye.» Igihe nakiryaga numvaga mu kanwa kanjye haryohereye nk'ubuki.

4Hanyuma arambwira ati «Mwana w'umuntu, genda usange umuryango wa Israheli, ubashyire amagambo yanjye.

5Singutumye ku muryango uvuga ururimi rutumvikana cyangwa se rukomeye kurwumva, ahubwo ngutumye ku muryango wa Israheli.

6Si ku miryango myinshi ivuga ururimi rutumvikana, kandi rukomeye kurwumva ku buryo mutakumvikana — kuko iyo aba ari bo nari ngutumyeho bajyaga kukumva —

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7nyamara umuryango wa Israheli uzanga kugutega amatwi, kuko nyine udashaka
kunyumva. Koko rero, abo mu muryango wa Israheli ni abantu b'umutwe ukomeye
n'umutima unangiye.

8None dore umutwe wawe nywukomeje nk'uwabo, n'agahanga kawe nk'akabo ;

9ngukomeje nka diyama ikomeye kurusha urutare. Ntuzabatinye cyangwa ngo
udagadwe imbere yabo, kuko ari inyoko y'ibirara.»

10Nuko arambwira ati «Mwana w'umuntu, amagambo yose nkubwira ujye uyakira
mu mutima wawe, uyategе amatwi yawe yombi,

11maze usange abana b'umuryango wanjye bajyanywe bunyago, uyababwire.
Bakumva cyangwa batakumva, uzababwire uti 'Ni ko Nyagasani Imana avuze.'»

12Nuko ntwarwa n'umwuka, maze numva inyuma yanjye urusaku rw'umuririmo
ukaze w'ijwi rigira riti «Uhoraho Nyirikuzo nasingirizwe mu Ngoro ye !»

13Urwo rusaku rwari urw'amababa y'ibinyabuzima yakubitanaga, urw'inziga zari
iruhande rwabyo n'urw'induru ikaze.

14Hanyuma umwuka uranterura uranjyana, ngenda nshavuye kandi ntengurwa, ari
na ko ikiganza cy'Uhoraho kinshikamiye bikomeye.

15Nuko ngera i Telabibu, aho abajyanywe bunyago bari batuye hafi y'uruzi rwa
Kebari; marana na bo iminsi irindwi, meze nk'uwakutse umutima.

### Umuhanuzi ashinzwe kuburira Israheli

16Nyuma y'iminsi irindwi, Uhoraho ambwira iri jambo, ati

17«Mwana w'umuntu, nagushyiriyeho kuburira umuryango wa Israheli. Igihe rero
uzaba wumvise ijambo rivuye mu kanwa kanjye, ujye ubaburira mu kigwi cyanjye.

18Nindamuka mbwiye umugome nti 'Ugiye gupfa', maze ntumuburire, ntugire icyo
umubwira kugira ngo areke imyifatire ye mibi maze abeho, uwo mugome azapfa
azize amakosa ye, ariko ni wowe nzaryoza amaraso ye.

19Naho nuramuka uburiye uwo mugome, ariko ntahinduke ngo azibukire ubugome
bwe n'imyifatire ye mibi, azapfa azize amakosa ye, nyamara wowe uzaba ukijije
ubugingo bwawe.

20Niba umuntu w'intungane ateshutse ku butungane bwe agakora ikibi maze
nkamutega umutego, azapfa kuko utamuburiye. Azapfa azize icyaha cye nta no
kwibuka ukundi ubutungane yagize, ariko ni wowe nzaryoza amaraso ye.

21Nyamara nuburira intungane ngo idacumura kandi nticumure, izabaho ibikesha ko
yaburiwe, kandi nawe uzaba ukijije ubugingo bwawe.»

## MBERE Y'UKO YERUZALEMU ITERWA


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Ezekiyeli aba ikiragi

22Ubwo nari aho ngaho, ububasha bw'Uhoraho bunsesekaraho maze arambwira ati «Haguruka ujye mu kibaya, mfite icyo mpakubwirira.»

23Nuko ndahaguruka nerekeza mu kibaya, mbona ikuzo ry'Uhoraho rihaganje, rimeze rwose nk'iryo nabonye ku nkombe y'uruzi rwa Kebari, maze nitura hasi nubamye.

24Ubwo umwuka unyinjiramo, urampagurutsa maze urambwira, uti «Genda wikingirane mu nzu.»

25Wungamo uti «Umva rero, mwana w'umuntu, abantu bagiye kugushyira ku ngoyi, bakubohe maze woye kuzongera kubasanga ukundi.

26Nanjye nzafatisha ururimi rwawe mu rusenge rw'akanwa, uzabe ikiragi ubutazasubira kubatonganya ukundi, kuko ari inyoko y'ibirara.

27Ariko igihe nzaba ngize icyo nkubwira, nzakubumbura umunwa maze ubabwire uti 'Ni ko Nyagasani Imana avuze: ushaka kumva niyumve, utabishaka kandi niyirorerere, kuko ari inyoko yararutse.'

## Ezekiyeli 4

### Ezekiyeli ahanura igotwa rya Yeruzalemu

1None rero, mwana w'umuntu, fata itafari urirambike imbere yawe urishushanyeho umugi, ari wo Yeruzalemu.

2Hanyuma werekane ko ugoswe uwukikiza imikingo; uharunde imigina y'ibitaka, uhace ingando z'ibitero kandi uwukikize imashini z'intambara impande zose.

3Uzafate ipanu y'icyuma uyishinge hagati yawe n'umugi nk'inkike y'icyuma, uwuhange amaso bityo uzaba ugoswe; ni wowe uzawugota. Bizabera ikimenyetso umuryango wa Israheli.

4Ngaho rero ryamira urubavu rw'ibumoso, maze wiyorose ibyaha by'umuryango wa Israheli. Igihe cyose uzamara uryamye utyo, uzaba wikoreye ibyaha byabo.

5Ni jyewe ukubarira iminsi nkurikije imyaka umuryango wa Israheli wamaze ucumura, bityo ukazamara iminsi ijana na mirongo cyenda wikoreye ibyaha byabo.

6Icyo gihe nukirangiza, uzahindukire uryamishe urubavu rw'iburyo wikorere ibyaha by'inzu ya Yuda, iminsi mirongo ine yose. Ku mwaka umwe naguteganyirije igihe kingana n'umunsi umwe.

7Hanyuma uzahange amaso Yeruzalemu izaba igoswe, ushyire hejuru ukuboko kwawe kwambaye ubusa maze uyihanurire ibiyerekeyeho.

8Dore ngushyize ku ngoyi, ntuzahindura urundi rubavu kugeza ubwo iminsi yo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kugota umugi izaba yarangiye.

9Cyo ngaho rero shaka ingano nini n'ingano za bushoki, ibishyimbo n'inkori, amasaka n'uburo; ubivangire mu cyungo kimwe maze ubikoremo umugati. Uwo mugati uzagutunga igihe cyose uzaba uryamiye urubavu — iminsi magana atatu na mirongo cyenda.

10Ibiryo uzarya, uzajye upima ibingana n'amasikeli makumyabiri ku munsi, bikazagutunga kugeza ku munsi ukurikiyeho.

11Amazi uzanywa na yo azaba ageze, azaba angana n'incuro y'agakebano ku munsi.

12Ibyo biryo bizaba bimeze nk'umugati w'ingano za bushoki, uzabitekere hejuru y'icyavu abantu bitumyemo; bose babireba.»

13Uhoraho yungamo ati «Nguko uko Abayisraheli bazarya ibiryo byabo byahumanye, igihe bazaba bari mu mahanga ngiye kubatatanyirizamo.»

14Nuko ndavuga nti «Nyabuneka, Nyagasani Uhoraho, nta bwo nigeze nandavura na rimwe. Kuva mu bwana bwanjye kugeza ubu, nta bwo ndigera ndya inyamaswa yanizwe cyangwa yatanyaguwe n'izindi, ndetse n'inyama zahumanye ntizigeze zingera ku munwa.»

15Uhoraho ni ko kumbwira ati «Noneho kubera iyo mpamvu, nkwemereye guteka umugati wawe hejuru y'ibisheshe by'amase y'inka, aho kubiteka hejuru y'icyavu abantu bitumyemo.»

16Hanyuma arambwira ati «Mwana w'umuntu, dore ngiye gusenya ibigega by'imigati by'i Yeruzalemu; bazaryana agahinda umugati upimye, banywe bishisha amazi agezwe,

17maze kubera ko bazabura umugati n'amazi, bazakangarane kandi bacike intege ku mpamvu y'ibyaha byabo.»

## Ezekiyeli 5

### Imana ihana Israheli

1Uhoraho yongera kumbwira ati «Mwana w'umuntu, fata icyuma gityaye, ugifate nk'urwembe rwa kimyozi, ucyiyogosheshe imisatsi n'ubwanwa ; hanyuma ufate umunzani maze ubigabanyemo imigabane.

2Igihe iminsi y'ifatwa ry'umugi izaba irangiye, uzafate umugabane uhwanye na kimwe cya gatatu uwutwikire mu mugi rwagati. Ikindi cya gatatu uzagende ugicagagura n'inkota ari na ko uzenguruka umugi; igice gisigaye uzakinyanyagize mu muyaga, ni bwo nanjye nzakura inkota yanjye mbakurikirane.

3Uzafateho umusatsi muke uwushyire mu mufuka w'igishura cyawe,

4hanyuma uzongere ufateho uwujugunye mu muriro, bityo uhembere umuriro


© 2012, Bible Society of Rwanda.

uzagera ku muryango wa Israheli.»

5Nyagasani Uhoraho aravuze ati «Iyo ni Yeruzalemu nashyize hagati y'amahanga n'ibihugu biyikikije.

6Yarigometse isuzugura amategeko n'amabwiriza yanjye kurusha amahanga n'ibihugu biyikikije; kuko bahigitse amabwiriza yanjye kandi ntibakurikize n'amategeko yanjye.»

7Ni yo mpamvu Nyagasani Uhoraho avuze ati «Kubera ko agasuzuguro kanyu gatambukije ububi ak'amahanga abakikije, ntimunakurikize amategeko yanjye ngo mwubahirize n'amabwiriza yanjye, ahubwo mugakurikiza imico y'amahanga abakikije,

8kubera iyo mpamvu nimwumve uko Nyagasani Uhoraho avuze 'Nanjye ndakwibasiye, nzagucira urubanza ku mugaragaro mu maso y'amahanga.

9Nzakwibasira ku buryo ntigeze mbikora kandi ntazigera nongera kubikora, kubera ayo mahano wakoze.

10Ababyeyi bazarya abana babo n'abana barye ababyeyi babo ku mugaragaro mu maso yawe. Nzagucira urugukwiye, nzatatanyirize imihanda yose uzaba arokotse wese mu bagukomokaho.

11Ni cyo gituma mbirahiriye — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze — kubera ko wahindanyije Ingoro yanjye n'ibyo biterashozi byose n'ayo mahano yose, nanjye nzagutsemba, sinzigera nkurebana impuhwe kandi sinzanakubabarira.

12Icya gatatu cy'abaturage bawe kizicwa n'ibyorezo maze barimburwe n'inzara ku mugaragaro mu maso yawe, ikindi gice cya gatatu gitsemberwe n'inkota iruhande rwawe, hanyuma icya gatatu gisigaye ngitatanyirize imihanda yose ngikurikiranye n'inkota.

13Nzimara ntyo uburakari, n'umujinya wanjye nywubarangirizeho maze nihorere; bityo bazamenya ko ndi Uhoraho, kandi ko mu burakari bwanjye navuze, kugeza ubwo mbarangirijeho umujinya wanjye.

14Nzakugira itongo n'ikinnyego mu mahanga agukikije, no mu maso y'abagenzi;

15maze igihe nzaba naguciriye urugukwiye mbigiranye uburakari, umujinya n'ibihano bikaze, uzabere amahanga agukikije ikinnyego n'igitutsi, akarorero n'impamvu yo gutinya kuko ari jye Uhoraho ubivuze.

16Nzabaterereza imyambi iteye ubwoba ibarimbure ; koko nzayibaterereza kubatsemba, nongereho n'inzara nsenya ibigega byanyu by'imigati.

17Nzabaterereza inzara n'ibikoko by'inkazi bibamareho urubyaro; ibyorezo n'amaraso bizakugariza kandi nzakugabize n'inkota: ni jye Uhoraho ubivuze.'»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Ezekiyeli 6

### Ibyerekeye imisozi ya Israheli

1Uhoraho ambwira iri jambo, ati

2«Mwana w'umuntu, hindukira urebe imisozi ya Israheli maze uhanure ibiyerekeyeho.

3Uzavuge uti 'Misozi ya Israheli, nimutege amatwi ijambo rya Nyagasani Uhoraho. Dore uko Nyagasani Uhoraho abwira imisozi n'utununga, imikokwe n'ibibaya: Ngiye kubagabiza inkota, ndimbure ahantu hanyu hatagatifu.

4Intambiro zanyu z'ibitambo zizasandazwa, n'iz'imibavu zimenagurwe; nzabatsinda imbere y'ibigirwamana byanyu;

5intumbi z'Abayisraheli nzishyire imbere y'ibigirwamana byabo, kandi nyanyagize amagufa yabo impande zose z'intambiro zanyu.

6Imigi mutuyemo izahinduka amatongo n'ahantu hanyu hatagatifu hasenywe; bityo intambiro zanyu zizasenywe kandi zirimburwe, ibigirwamana byanyu bisandazwe kandi binyanyagire, intambiro z'imibavu zizamenagurwe maze ibikorwa byanyu bihinduke ubusa.

7Nzararika abazaba bashegeshwe rwagati muri mwe, maze muzamenyereho ko ndi Uhoraho.

8Ariko rero, nzasigaza bamwe muri mwe bazaba bacitse ku icumu bakazatatanira mu mahanga;

9maze bazanyibukire mu mahanga aho bazaba ari imbohe, kuko nzaba namenaguye umutima wabo wararutse ukanyanga, n'amaso yabo yohotse inyuma y'ibigirwamana byabo. Bazizinukwa na bo ubwabo kubera ibibi byose bakoze n'ayo mahano yabo.

10Bityo nimbateza ayo makuba, bazamenye ko ndi Uhoraho kuko ibyo navuze bitabaye imfabusa.'»

### Ibicumuro bya Israheli

11Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: «Koma mu mashyi, udihe n'ikirenge hasi maze utere hejuru uti 'Karabaye!' Israheli igiye kwicishwa inkota, inzara n'ibyorezo kubera amahano yose yakoze.

12Abari kure bazicwa n'ibyorezo, naho abari bugufi bazatsembwe n'inkota. Abazaba baracitse ku icumu bazamarwa n'inzara, kuko nzabarangirizaho umujinya wanjye.

13Muzamenyeraho ko ndi Uhoraho, igihe abazaba bashegeshwe bazaba barambaraye mu bigirwamana byabo n'iruhande rw'intambiro zabo, ku tununga duhanitse no mu mpinga z'imisozi yose, mu nsi ya buri giti gitoshye no mu nsi ya buri mushishi ubyibushye, n'aho baturiraga imibavu yo kurura ibigirwamana byabo byose.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[14]Nzabacyamuriraho ikiganza cyanjye, igihugu cyabo kimwe n'aho batuye hose, hahinduke ahantu hadatuwe kuva ku butayu kugera i Ribula , bityo bazamenye ko ndi Uhoraho.»

## Ezekiyeli 7

### Amaherezo aregereje

[1]Uhoraho ambwira iri jambo, ati

[2]«Mwana w'umuntu, vuga uti 'Nyagasani Uhoraho, abwiye atya umuryango wa Israheli: Birarangiye! Dore amaherezo yagwiririye impande enye z'igihugu.

[3]Noneho bikurangiriyeho, ngiye kukuvunduriraho uburakari bwanjye, kugira ngo ngucire urubanza nkurikije imyifatire yawe kandi nkuryoze n'amahano yose wakoze.

[4]Sinzigera nkurebana impuhwe kandi sinzanakubabarira, ahubwo nzagushinja imyifatire yawe, amahano wakoze azakugumeho maze muzamenye ko ndi Uhoraho.'»

[5]Nyagasani Uhoraho aravuze ati «Dore ngicyo icyago kiraje, icyago cya kabutindi!

[6]Amaherezo yawe aregereje, ngayo rwose yaje ahagurutse akugana, araje rwose.

[7]Ubu ni wowe utahiwe, muntu utuye igihugu. Igihe kiraje n'umunsi uregereje, ntibikiri ibyishimo, ahubwo ni imvururu ku misozi.

[8]Ngaha ngiye kukuvunduriraho umujinya wanjye, nkurangirizeho uburakari bwanjye, ngucire urubanza nkurikije imyifatire yawe, kandi nkuryoze amahano yose wakoze.

[9]Sinzigera nkurebana impuhwe kandi sinzanakubabarira; ahubwo nzaguhana nkurikije imyifatire yawe, amahano wakoze akugumeho maze muzamenye ko ndi Uhoraho, nkaba mbahannye.

[10]Nguyu umunsi urageze, ubu ni wowe utahiwe; ubuhubutsi buragwiriye, agasuzuguro kakwiriye hose,

[11]urugomo rurabyutse nk'inkoni y'ubugiranabi..

.

[12]Igihe kirageze n'umunsi uregereje! Umuguzi narekere aho kwishima, umucuruzi areke kwiheba kuko umujinya wanjye wibasiye igihugu cyose.

[13]Umucuruzi ntakigarutse ku cyo yagurishije, kabone n'aho yaba akiriho, kuko ibyavuzwe bigomba kugwirira ubukungu bw'igihugu bizaba, maze ntihazagire urokoka bazira icyaha cyabo.

[14]Ngaha bavugije akarumbeti, n'ibyangombwa byose byateguwe, ariko nta muntu n'umwe wo kujya ku rugamba, kuko umujinya wanjye waziye ubukungu bw'igihugu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

cyose.

### Ibicumuro bya Israheli

15Abazaba bari hanze bazicishwa inkota, abari mu mazu bazire ibyorezo n'inzara. Umuntu wese uzaba ari ku gasozi azicwa n'inkota, naho uzaba ari mu mugi azahitanwe n'ibyorezo n'inzara.

16Abazaba bacitse ku icumu bazahungira mu misozi nk'inuma zo mu gasozi, bose nzabice buri muntu azira icyaha cye.

17Ibiganza byombi bizacika intege, amavi yose azarohame mu mazi.

18Bazakenyera ibigunira n'umushyitsi ubatahe; mu ruhanga rwabo hazakorwe n'ikimwaro n'imitwe yabo bayiharanguze.

19Feza yabo bazayinyanyagiza mu mihanda na zahabu yabo ihindane; ari zahabu cyangwa feza yabo, nta kizashobora kubakiza umunsi w'uburakari bw'Uhoraho. Ntibazongera guhaga cyangwa kurengwa ukundi, kuko ari byo byari imvano y'ugucumura kwabo.

20Ubwibone bwabo babugaragarizaga mu bwiza bw'imitamirizo yabo, none ngaho bayikozemo amashusho y'amahano n'ibigirwamana byabo. Nanjye, ni yo mpamvu iyo mitamirizo yabo nyigize umwanda kuri bo.

21Ngiye kuyigabiza abanyamahanga, bayisahure n'abajura bo mu gihugu bayitwareho iminyago, babanje kuyandavuza.

22Nzabirengagiza igihe bazaba bandavuza umutungo w'Ingoro yanjye, ibisambo bizinjiremo maze biwuhindanye.

23Ngaho rero cura umunyururu kuko igihugu cyuzuyemo ubwicanyi bumena amaraso, n'umugi ukaba wuzuyemo urugomo.

24Nzazana abanyamahanga b'abagome bigarurire amazu yabo, ncubye ubwirasi bw'abanyamaboko n'ingoro zabo nzihumanye.

25Ngaha iterabwoba riraje; bazashakashaka amahoro ariko bizabe iby'ubusa.

26Icyago kizasimburwa n'ikindi, inkuru mbi zisimburane. Bazatakambira umuhanuzi ngo agire icyo yababonera ariko bibe iby'ubusa; umuherezabitambo ntazaba akimenya amategeko, nk'uko n'abakuru b'umuryango batazaba bakijya inama.

27Umwami azajya mu cyunamo, igikomangoma kizikame mu bwihebe, n'ibiganza by'abatuye igihugu bihinde umushyitsi. Nzabahana nkurikije imyifatire yabo, mbacire urubanza nkurikije uko na bo baca izabo, maze bazamenye ko ndi Uhoraho.

## Ezekiyeli 8

### Umuhanuzi yerekwa ibicumuro bya Israheli


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1Mu mwaka wa gatandatu, ku munsi wa gatanu w'ukwezi kwa gatandatu, nari nicaye iwanjye n'abakuru b'umuryango bicaye imbere yanjye; nuko ububasha bwa Nyagasani Uhoraho bunsesekaraho.

2Nuko ngo ndebe, mbona igisa n'umuntu. Kuva mu nsi y'urukenyerero yari akikijwe n'umuriro, hejuru y'urukenyerero akikijwe n'urumuri rurabagirana nka zahabu.

3Arambura igisa n'ikiganza maze amfata umusatsi, ubwo umwuka ungurukana mu kirere unjyana i Yeruzalemu mu mabonekerwa matagatifu, ungeza ku rugi rw'amarembo y'imbere yerekera mu majyaruguru, ariho hari intebe y'ikigirwamana cy'ishyari, gitera ishyari.

4Nuko mbona haganje ikuzo ry'Imana ya Israheli, ryasaga rwose n'iryo nigeze kubona mu kibaya.

5Uhoraho arambwira ati «Mwana w'umuntu, ubura amaso urebe mu majyaruguru.» Ubwo nubura amaso ndareba, maze mbona cya kigirwamana cy'ishyari, cyari kiri mu majyaruguru y'urugi rw'amarembo agana ku rutambiro.

6Arambwira ati «Mwana w'umuntu, urareba se ibyo bakora? Urareba ayo mahano yose akabije umuryango wa Israheli ukora, kugira ngo banyimure mu Ngoro yanjye? Ba woroheje, uzabona n'andi mahano akabije bakora.»

7Ubwo anjyana ku marembo y'igikari cy'Ingoro. Nuko ngo ndebe, mbona umwobo mu rukuta.

8Arambwira ati «Mwana w'umuntu, ngaho nawe cukura umwobo mu rukuta.» Mpera ko ndawucukura maze haboneka umwenge.

9Noneho arambwira ati «Injira maze urebe amahano ateye isoni bakorera hano.»

10Nuko ndinjira, ngo ndebe mbona ibishushanyo by'inyamaswa zikururuka ku butaka z'amoko yose, ibikoko byose biteye ishozi n'ibigirwamana by'ubwoko bwose, Abayisraheli bashushanyije ku mpande zose z'urukuta.

11Abakuru b'umuryango wa Israheli bagera kuri mirongo irindwi hamwe na Yazanyahu mwene Shafani hagati yabo, bari bahagaze imbere y'ibigirwamana — buri muntu afite icyotezo mu ntoki — maze umwotsi w'ububani ukazamuka nk'igicu.

12Arambwira ati «Mwana w'umuntu, wiboneye se ibyo abakuru b'umuryango wa Israheli bahakorera bikingirije umwijima, buri muntu mu cyumba cye giharabitse ibishushanyo? Baribwira bati 'Uhoraho ntatureba, yavuye mu gihugu.'»

13Nuko yungamo ati «Ba woroheje, uzabona n'andi mahano akabije bakora.»

14Noneho anjyana ku rugi rw'amarembo y'Ingoro y'Uhoraho yerekeraga mu majyaruguru, hakaba abagore baririraga ikigirwamana Tamuzi.

15Nuko arambwira ati «Wabibonye se, mwana w'umuntu? Ba woroheje uzabona

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n’andi mahano akabije kuruta aya ngaya.»

16Hanyuma anjyana imbere y’igikari cy’Ingoro y’Uhoraho. Nuko mbona abantu bagera kuri makumyabiri na batanu bari mu muryango w’Ingoro y’Uhoraho, hagati y’urwinjiriro n’urutambiro. Bari bateye umugongo Ingoro y’Uhoraho birebera mu burasirazuba, ari na ko bunamira izuba bareba aho rirasira.

17Arambwira ati «Wabibonye se, mwana w’umuntu? Ayo mahano ab’inzu ya Yuda bakorera aha ngaha se ntiyaba ahagije? Dore igihugu bacyujujemo urugomo, bariho barasembura uburakari bwanjye; irebere nawe ngo baregereza ishami ku zuru ryabo.

18Nanjye nzabahanana umujinya, sinzigera mbarebana impuhwe kandi sinzanabababarira. Bazantakambira baranguruye amajwi, nyamara ariko sinzabumva.»

## Ezekiyeli 9

### Igihano cya Yeruzalemu

1Nuko numva ijwi riranguruye rigira riti «Mube hafi, mwe mushinzwe guhana umugi, buri wese afate mu kiganza intwaro yo kurimbura.»

2Hanyuma nbona abantu batandatu, batambuka baturutse mu irembo ryo hejuru ryerekera mu majyaruguru, buri muntu yitwaje intwaro yo kwica. Hagati yabo hari umuntu wambaye umwenda w'ihariri, akagira no ku mukandara we igikoresho cyo kwandikisha, cyari kigenewe umwanditsi. Nuko barinjira, maze bahagarara imbere y'urutambiro rw'umuringa.

3Ikuzo ry'Imana ya Israheli riva ku mukerubimu ryari ririho rigana ku muryango w'Ingoro, rihamagara wa muntu wambaye umwenda w'ihariri akagira no ku mukandara igikoresho cyo kwandikisha ;

4maze Uhoraho aramubwira ati «Nyura mu mugi, rwagati muri Yeruzalemu maze ushyire ikimenyetso ku gahanga k'abantu bariho baganya, bakaba barizwa n'ayo mahano yose ariho ayikorerwamo.»

5Nuko abwira abandi bantu ati «Nimukurikire uwo muntu, namwe munyure mu mugi kandi mwice. Ntimugire n'umwe murebana impuhwe cyangwa ngo mumubabarire ;

6baba abasaza, abasore n'amasugi, abana n'abagore, mwice kandi mubatsembe bose. Ariko umuntu wese ufite ikimenyetso ku gahanga, uwo ntimumukoreho. Ndetse ahubwo nimutangirire ku Ngoro yanjye.» Nuko bahera ku basaza bari mu Ngoro.

7Hanyuma arababwira ati «Nimuhindanye Ingoro, ibikari byayo mubyuzuzemo intumbi ! Ngaho mugende.» Nuko baragenda bica abatuye umugi bose.

8Igihe bariho bica, nsigara jyenyine maze nikubita hasi nubamye, ni ko gutera hejuru

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nti «Nyagasani Uhoraho, rwose ugiye gutsemba agasigisigi ka Israheli, ucubanurira umujinya wawe kuri Yeruzalemu ?»

9Arambwira ati «Icyaha cy'umuryango wa Israheli n'inzu ya Yuda kirakabije ; dore igihugu cyuzuyemo amaraso, n'umugi wasagutswe n'ubugizi bwa nabi. Baribwira bati 'Uhoraho yavuye mu gihugu, ntakibona.'

10None rero nanjye sinzigera mbarebana impuhwe, kandi sinzanabababarira ; nzabahora iyo myifatire mibi yabo.»

11Nuko mbona wa muntu wambaye umwenda w'ihariri, akagira no ku mukandara igikoresho cyo kwandikisha, agarutse avuga ati «Narangije ibyo wantegetse.»

## Ezekiyeli 10

### Andi mabonekerwa

1Nuko ngo ndebe mbona ku gisenge cyari hejuru y'umutwe w'abakerubimu, ikintu cyasaga nk'ibuye rya safiri, kimeze nk'intebe y'ubwami.

2Uhoraho abwira wa muntu wari wambaye umwenda w'ihariri, ati «Nyura hagati mu nziga ziri mu nsi y'abakerubimu, ucigatire mu biganza amakara yaka ari hagati y'abakerubimu maze uyanyanyagize ku mugi.» Nuko ajyayo mwirebera.

3Igihe uwo muntu yinjiraga, abakerubimu bari bahagaze iburyo bw'Ingoro, nuko mu gikari igihu kirabudika.

4Ikuzo ry'Uhoraho rizamuka ku mukerubimu rigana imbere y'umuryango w'Ingoro, ubwo n'Ingoro ubwayo yuzuramo igihu, n'igikari cyuzuramo icyezezi cy'ikuzo ry'Imana.

5Nuko urusaku rw'amababa y'abakerubimu rwumvikana kugera inyuma y'igikari cy'Ingoro, mbese rwose ukaba wagira ngo ni ijwi ry'Imana ishobora byose, iyo ivuze.

6Igihe Uhoraho yabwiraga wa muntu wambaye umwenda w'ihariri, ati «Fata umuriro uri mu ruziga rw'igare riri hagati y'abakerubimu», umuntu yaraje maze ahagarara iruhande rw'igare.

7Umukerubimu arambura ukuboko akunyujije hagati y'abandi bakerubimu, akwerekeza ku muriro wari hagati yabo; arawufata maze awushyira mu kiganza cya wa muntu wambaye umwenda w'ihariri. Na we rero arawucigatira, arasohoka.

8Nuko mu nsi y'amababa y'abakerubimu haboneka ikintu kimeze nk'ikiganza cy'umuntu.

9Ngo ndebe, mbona inziga enye iruhande rw'abakerubimu, uruziga iruhande rwa buri mukerubimu, kandi n'imisusire y'izo nziga ikarabagirana nk'ibuye ry'agaciro gakomeye.

10Izo nziga uko ari enye zari zikoze kimwe, ku buryo wabonaga rumwe rusa

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'urunyuze mu rundi.

11Zazengurukaga zigana mu byerekezo bine nta guhindukira, ariko zikaragaga zerekera mu ruhande umutwe waganagamo, kandi ntizihindukire.

12Ari igihimba cyose n'umugongo, ibiganza n'amababa by'abakerubimu kimwe n'inziga zabo uko ari enye, byari byuzuyeho ibyezezi hirya no hino.

13Nuko numva izo nziga zihawe izina rya «Galigali ».

14Buri mukerubimu yari afite umutwe w'impande enye: uruhande rwa mbere rwari urw'ikimasa, urwa kabiri rwari urw'umuntu, urwa gatatu rwari urw'intare, urwa kane ari urwa kagoma.

15Abakerubimu ngo batumburuke, mbona ni cya kinyabuzima nari nabonye ku ruzi rwa Kebari.

16Uko abakerubimu batambukaga, inziga na zo zabagendaga iruhande; bazamura amababa kugira ngo bazamuke, inziga zikabaguma iruhande ariko ntizongere kwikaraga.

17Iyo babaga bahagaze na zo zarahagararaga; bazamuka zikazamukana na bo, kuko umwuka w'ibinyabuzima ari zo wari urimo.

### Ikuzo ry'Uhoraho riva mu Ngoro

18Ikuzo ry'Uhoraho risohoka riturutse imbere y'umuryango w'Ingoro, maze rihagarara ku bakerubimu.

19Nuko abakerubimu barambura amababa, bazamuka mbareba n'inziga zizamukana na bo; bahagarara ku rugi rw'irembo ry'iburasirazuba bw'Ingoro y'Uhoraho, ikuzo ry'Imana ya Israheli riri hejuru yabo.

20Byari bimeze rwose nka bya binyabuzima nigeze kubona mu nsi y'Imana ya Israheli, ubwo nari ndi ku ruzi rwa Kebari, nuko menya ko bari abakerubimu.

21Buri mukerubimu yari afite umutwe w'impande enye n'amababa ane, bakagira n'ibintu bimeze nk'ibiganza by'umuntu mu nsi y'amababa yabo.

22Imitwe yabo yasaga rwose nk'iyo nari nigeze kubona, ubwo nari ndi ku nkombe y'uruzi rwa Kebari. Nuko buri mukerubimu akagenda aboneje imbere ye.

## Ezekiyeli 11

### Ibindi bicumuro bya Yeruzalemu

1Nuko umwuka uranjyana ungeza ku irembo ry'iburasirazuba bw'Ingoro y'Uhoraho, ryerekera nyine iburasirazuba; ku rugi rw'iryo rembo hakaba hahagaze abantu makumyabiri na batanu. Muri bo mbona Yazanya mwene Azuru, na Pelatiyahu mwene Benayahu, abatware b'umuryango.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2Uhoraho arambwira ati «Mwana w'umuntu, ngabo abantu bagambirira gukora ikibi, bagakwiza inama mbi muri uyu mugi.

3Baribwira bati 'Igihe se nticyaba cyegereje maze bakatwubakira andi mazu ! Umugi ni nk'inkono, naho twebwe tukaba nk'inyama ziyirimo.'

4Ni cyo gituma rero, mwana w'umuntu, ugomba guhanura ibiberekeyeho.»

5Nuko umwuka w'Uhoraho unsesekaraho, maze arambwira ati «Ngaho babwire uti 'Uhoraho avuze atya: Koko ni ko muvuga, muryango wa Israheli, kandi nzi n'ibitekerezo byanyu.

6Abo mwica muri uyu mugi bakabije ubwinshi, kimwe n'abo mwararika ku mayira yose.

7Ni yo mpamvu rero Nyagasani Uhoraho avuze atya: Abapfu mwujuje mu mugi ni bo nyama, umugi ukaba inkono; ariko mwebwe nkazawubavanamo.

8Kubera ko mutinya inkota, uwo ni Uhoraho ubivuze, nzabateza inkota.

9Nzabavana mu mugi mbagabize ibiganza by'abanyamahanga, maze mbacire urwo mukwiye.

10Muzashirira ku nkota kandi mbacire urubakwiye ku butaka bwa Israheli nyirizina, maze muzamenye ko ndi Uhoraho.

11Uyu mugi ntuzigera ubabera inkono, nta n'ubwo muzawubamo inyama, ahubwo nzabacira urubakwiye ku butaka bwa Israheli,

12bityo muzamenye ko ndi Uhoraho, mukaba mwaranze gukurikiza amategeko yanjye n'imigenzo yanjye; ahubwo mugakurikiza imigenzereze y'amahanga abakikije.'»

13Mu gihe nahanuraga rero, Pelatiyahu mwene Benayahu arapfa. Nuko nitura hasi nubamye, maze ntera hejuru mu ijwi riranguruye nti «Nyagasani Uhoraho, waba se ugiye gutsiratsiza agasigisigi ka Israheli?»

### Isezerano rishya rigenewe abajyanywe bunyago

14Nuko Uhoraho ambwira iri jambo, ati

15«Mwana w'umuntu, abaturage ba Yeruzalemu barabwira buri muntu mu bavandimwe bawe, mu babyeyi bawe n'umuryango wose wa Israheli, bati 'Nimwigumire aho kure y'Uhoraho, iki gihugu ni twebwecyahaweho umurage.'

16Ni yo mpamvu itumye Nyagasani Uhoraho avuga atya: Ni koko nabigije kure yanjye mu mahanga, mbatatanyiriza mu bindi bihugu; ariko no muri ibyo bihugu sinaretse gutura muri mwe nk'igihe nari mu Ngoro yanjye.

17Nuko rero ubabwire uti 'Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Nzabakorakoranya

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mbakuye mu mahanga, mbakoranyirize hamwe mbakuye mu bihugu mwatataniyemo, maze mbahe igihugu cya Israheli.

18Muzakigarukamo, mugitsembemo ibiterashozi byose n'amahano yose.

19Nzabaha umutima umwe, mbashyiremo umwuka mushya; nzavana mu mubiri wanyu umutima w'ibuye, mbashyiremo umutima wumva,

20kugira ngo mugendere ku mategeko yanjye n'imigenzo yanjye kandi mubikurikize; maze muzambere umuryango, nanjye mbe Imana yanyu.

21Naho ab'umutima ukihambiriye ku biterashozi byabo no ku mahano yabo, uwo ni Uhoraho ubivuze, nzabibaryoza nkurikije imyifatire yabo.'»

### Ikuzo ry'Uhoraho riva muri Yeruzalemu

22Nuko abakerubimu bazamura amababa yabo, inziga na zo zijyana na bo n'ikuzo ry'Imana ya Israheli riguma hejuru yabo.

23Hanyuma ikuzo ry'Uhoraho rihaguruka mu mugi, rihagarara ku musozi wari mu burasirazuba bwawo.

24Nuko njyanwa n'umwuka kugera mu Bakalideya hafi y'abajyanywe bunyago; ibyo kandi biba mu ibonekerwa no mu mwuka w'Imana, maze ibyo nerekwaga kandi nari mbereye umuhamya birazimira.

25Hanyuma ntekerereza abari barajyanywe bunyago ibyo Uhoraho yari yanyeretse byose.

## Ezekiyeli 12

### Ezekiyeli atanga ikimenyetso cyo kujyanwa bunyago

1Uhoraho ambwira iri jambo, ati

2«Mwana w'umuntu, utuye mu bantu b'inyoko y'ibirara, bafite amaso yo kureba ariko ntibabone, bakagira n'amatwi yo kumva ariko ntibumve, kuko nyine ari inyoko y'ibirara.

3None rero, mwana w'umuntu, tegura umutwaro nk'uw'umuntu ujyanywe bunyago, maze ufate inzira ku manywa y'ihangu bose babireba. Uzahaguruke aha hantu uri, ugane ahandi, bose babireba; wenda ahari byazatuma bamenya ko ari inyoko y'ibirara.

4Uzegeranye ibintu byawe nk'umutwaro w'ujyanywe bunyago, ubigire ku manywa y'ihangu bose babireba, maze uzasohoke ku mugoroba mu maso yabo nk'uko abajyanywe bunyago babigenza.

5Uzacukure mu rukuta umwenge wo gusohokeramo bose babireba,

6ushyire umutwaro wawe ku rutugu, usohoke mu kabwibwi bose babireba; ariko

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kandi uzipfuke mu maso kugira ngo utareba igihugu, kuko nagushyiriyeho kubera umuryango wa Israheli ikimenyetso.»

7Nuko ngenza ntyo nkurikije itegeko nahawe: ku manywa y'ihangu negeranya ibintu byanjye nk'umutwaro w'ujyanywe bunyago, nimugoroba ncukura umwenge mu rukuta nkoresheje ikiganza; hanyuma mu kabwibwi ndasohoka n'umutwaro wanjye ku rutugu, bose babireba.

8Mu gitondo cya kare, Uhoraho ambwira iri jambo, ati

9«Mwana w'umuntu, umuryango wa Israheli ni inyoko y'ibirara koko! Ntibanarushya bakubaza nibura ngo 'Ibyo ukora ni ibiki?'

10Noneho ubabwire uti 'Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Uhoraho araburira abatuye i Yeruzalemu n'abo mu muryango wose wa Israheli, aho batuye hose.

11Unababwire kandi uti 'Mbabereye ikimenyetso; uko nabigenje ni ko namwe bazabagenzereza; bazabatwara babajyane bunyago.'

12Uw'igikomangoma uzaba abarimo, azashyira umutwaro we ku bitugu, maze igihe cy'akabwibwi azasohokere mu rukuta aho bazaba bacukuye ngo haboneke inzira, anipfuke mu maso kugira ngo atareba igihugu.

13Nzamutega umutego awugwemo, hanyuma mujyane i Babiloni mu gihugu cy'Abakalideya. Ntazareba icyo gihugu, ariko ni ho azagwa.

14Nzakwiza imishwaro abari bamukikije bose; abarinzi be n'ingabo ze maze mbakurikirane nitwaje inkota.

15Igihe nzaba nabakwije imishwaro mu mahanga, nkanabatatanyiriza mu bihugu bya kure, bazamenya ko ndi Uhoraho.

16Ariko nzareka bamwe muri bo barokoke inkota, inzara n'ibyorezo, kugira ngo bazatekerereze abo mu mahanga bazajyamo amahano yabo yose; bityo na bo bazamenye ko ndi Uhoraho.'»

17Nuko Uhoraho ambwira iri jambo, ati

18«Mwana w'umuntu, uzarya umugati wawe uhinda umushyitsi, n'amazi yawe uyanywe utengurwa kandi ufite ishavu;

19maze ubwire abatuye igihugu uti 'Nyagasani Uhoraho arabwira abaturage ba Yeruzalemu batuye mu gihugu cya Israheli, ngo bazarya umugati wabo bashavuye, banywe amazi yabo bahinda umushyitsi, kuko igihugu kigiye kurimbuka ntihagire ikigisigaramo, bitewe n'urugomo rw'abagituye bose.

20Imigi yari ituwe izasenywa, igihugu gihinduke amatongo maze muzamenye ko ndi Uhoraho.'»

**Imigani ya rubanda**

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

21Uhoraho ambwira iri jambo, ati

22«Mwana w'umuntu, mushaka kuvuga iki iyo muca uyu mugani mu gihugu cya Israheli ngo: Ibihe birahita, ibindi bigataha, ariko nta bonekerwa na rimwe ryujujwe ?

23Ahubwo ndetse ubabwire uti 'Nyagasani Uhoraho aravuze ngo: Sinzongera kureka baca uwo mugani, ntuzasubirwamo ukundi mu gihugu cya Israheli.' Ariko kandi unababwire uti 'Igihe kiregereje, maze ibonekerwa iryo ari ryo ryose ryuzuzwe.

24Ntihazongera kubaho ukundi amabonekerwa y'amafuti, cyangwa impanuro z'ibinyoma mu muryango wa Israheli,

25kuko jyewe Uhoraho ibyo mvuze byose birangira bidatinze. Igihe mukiriho, mwa nyoko y'ibirara mweuwo ni Uhoraho ubivuze — ijambo nzaba navuze nzaryuzuza.'»

26Nuko Uhoraho ambwira iri jambo, ati

27«Mwana w'umuntu, dore umuryango wa Israheli uriho uravuga ngo: Ibyo uriya muntu abona nta bwo ari ibya vuba, arahanura ibizaba bitinze mu bihe bizaza.

28None rero, babwire uti 'Nyagasani Uhoraho aravuze ngo: Nta jambo ryanjye rizongera gutinda — uwo ni Uhoraho ubivuze — kuko iryo mvuze rizataha.'»

## Ezekiyeli 13

### Ibyerekeye abahanurabinyoma

1Uhoraho ambwira iri jambo, ati

2«Mwana w'umuntu, hanura ibyerekeye abahanuzi ba Israheli bahanura ibinyoma, ubwire abahanura bavuga ibyo bitekerereje ubwabo, uti 'Nimwumve ijambo ry'Uhoraho.

3Nyagasani Uhoraho aravuze ngo biyimbire, abo bahanuzi b'ibipfamutima bakurikiza ibitekerezo byabo bwite, kandi nta cyo beretswe!

4Israheli we, abo bahanuzi bawe bameze nk'ingunzu zangara mu matongo !

5Ntimurakazamuka ngo muzibe ibyuho, cyangwa se ngo mwubake inkike y'urugo rw'umuryango wa Israheli, kugira ngo nibura uzabe ukomeye igihe cy'intambara y'umunsi w'Uhoraho.

6Mwitwaje amabonekerwa y'amafuti n'impanuro z'ibinyoma, munagerekaho ngo: Uwo ni Uhoraho ubivuze, kandi atari Uhoraho wabatumye, ndetse mukanizera ko Uhoraho azarangiza ijambo ryabo.

7Mbese ye, ntibyaba ari ukuri mvuze ko amabonekerwa yanyu ari amafuti, n'impanuro mutanga zikaba ibinyoma, igihe muvuga ngo: Uwo ni Uhoraho ubivuze, kandi jye nta cyo navuze?


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[8]Dore noneho rero uko Nyagasani Uhoraho avuze: Kubera amagambo yanyu y'amafuti n'amabonekerwa yanyu y'ibinyoma, uwo ni Uhoraho ubivuze, kuva ubu ngiye kubibasira.

[9]Ikiganza cyanjye kizibasira abo bahanuzi b'amabonekerwa y'amafuti n'inyigisho z'ibinyoma; ntibazakirwa mu nama y'umuryango wanjye, ntibazandikwa mu gitabo cy'umuryango wa Israheli, yewe ntibazinjira no mu gihugu cya Israheli; bityo muzamenye ko ndi Nyagasani Uhoraho.

[10]Koko rero, bayobeje umuryango wanjye bavuga ngo: Ni amahoro, kandi ari nta yo. Irebere nawe, iyo hagize uwubaka inkike, bayihoma by'urwiyerurutso !

[11]Ubwire rero abo bahoma inkike by'urwiyerurutso, ko hagiye kugwa imvura y'umurindi, urubura rukisuka n'umuyaga w'inkubi ugahuhera,

[12]maze bigahirika iyo nkike. Ubwo se ntibazabaza bati 'Ya sima mwari mwarahomesheje inkike iri ahajya he?'

[13]Nuko rero Nyagasani Uhoraho aravuze ngo: Kubera umujinya mfite ngiye guhindisha umuyaga w'inkubi, mu burakari bwanjye ngushe imvura y'umurindi, no mu bukana bwanjye ngushe urubura rukomeye rurimbure iyo nkike.

[14]Nzasenya iyo nkike mwahomye mwiyerurutsa, nyihirike, maze imfatiro zayo zisigarire aho. Izahirima, namwe mushirire mu nsi yayo, bityo muzamenye ko ndi Uhoraho.

— [15]Igihe umujinya wanjye nzaba nywumariye ku nkike no ku bayihomye biyerurutsa uwo ni Uhoraho ubivuze — nzababwira nti 'Inkike ntikiriho kimwe n'abayihomye by'urwiyerurutso,

[16]ari na bo bahanuzi bahanuriraga Yeruzalemu, bakanayigirira amabonekerwa y'amahoro kandi ari nta yo.'»

### Ibyerekeye abahanuzikazi b'ibinyoma

[17]Naho rero wowe, mwana w'umuntu, rebana igitsure abakobwa b'umuryango wawe bahanura bavuga ibyo bitekerereje ubwabo, maze uhanure ibiberekeyeho.

[18]Uzababwire uti «Nyagasani Uhoraho aravuze ngo biyimbire abo bagore badoda ibipfuko byo ku bikonjo, bakaboha ibitambaro byo gupfuka imitwe y'abantu b'ikigero icyo ari cyo cyose, kugira ngo babonereho uburyo bwo kubayobya! Murayobya se abantu bo mu muryango wanjye, ngo mukunde mukize ubugingo bwanyu bwite?

[19]Muransuzuguza imbere y'umuryango wanjye, kubera amashyi y'ingano za bushoki n'utumanyu tw'umugati muhabwa; mwicisha abantu batagombaga gupfa, mukareka abatagomba kubaho; byongeye kandi mukabeshya umuryango wanjye wumva ibinyoma byanyu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

20Kubera iyo mpamvu rero, dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Ngiye kwibasira ibyo bipfuko byanyu mushukisha abantu mubatega imitego boshye inyoni. Nzabishwanyaguriza ku maboko yanyu, mbaryoze abantu mwagerageje gufatira mu mutego nk’inyoni.

21Nzashwanyaguza ibitambaro byanyu byo mu mitwe, maze mvane umuryango wanjye mu biganza byanyu; kugira ngo mutazongera kubahiga ukundi boshye inyamaswa, bityo muzamenye ko ndi Uhoraho.

22Ku mpamvu y’ibinyoma byanyu byaciye intege umutima w’intungane, kandi jyewe ntarigeze mbimugirira, kuko mushyigikira abagome ngo batareka imyifatire mibi yabo bakongera kubaho;

23ntimuzongera kubona ukundi ayo mabonekerwa y’amafuti cyangwa ngo mwongere kwigisha ibinyoma. Nzavana umuryango wanjye mu biganza byanyu, maze muzamenye ko ndi Uhoraho.»

## Ezekiyeli 14

### Ibyerekeye ibigirwamana

1Ubwo bamwe mu bakuru b’umuryango baransanga maze bicara imbere yanjye.

2Nuko Uhoraho ambwira iri jambo, ati

3«Mwana w’umuntu, abo bantu bahindanyije umutima wabo bayoboka ibigirwamana; mbese rwose ibibatera gucumura ni byo bashyize imbere. Birakwiye se ko bagira icyo bambaza?

4Ngaho rero vugana na bo maze ubabwire uti ’Nyagasani Uhoraho aravuze ngo: Umuntu uwo ari we wese wo mu muryango wa Israheli wanduza umutima we ayoboka ibigirwamana, cyangwa agashyira imbere ibimutera gucumura hanyuma agasanga umuhanuzi; uwo ni jye ubwanjye Uhoraho uzamwisubiriza. Naramuka aje nzamwisubiriza nkurikije ubwinshi bw’ibigirwamana bye,

5kugira ngo mbashe gushyikira bundi bushya umutima w’umuryango wanjye Israheli, kuko bose uko bangana banyimuye babitewe n’ibyo bigirwamana.’

6Kubera iyo mpamvu, ubwire umuryango wa Israheli, uti ’Nyagasani Uhoraho aravuze ngo: Nimungarukire, nimuhinduke muzinukwe ibigirwamana byanyu, mwirengagize ayo mahano yose.

7Umuntu wese wo mu muryango wa Israheli, cyangwa se umunyamahanga ubarimo, naramuka anyimuye kugira ngo abone uko ahindanya umutima we, ashyire imbere ibimutera gucumura, hanyuma agahindukira agasanga umuhanuzi yitwaje kugira icyo amubaza, uwo ni jye ubwanjye Uhoraho uzamwisubiriza.

8Nzamwirengagiza mugire akarorero n’iciro ry’imigani, nzamuca mu muryango


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

wanjye maze muzamenye ko ndi Uhoraho.

9Niba kandi umuhanuzi yemeye gushukwa akagira ijambo avuga, ni jye Uhoraho uzaba mbimuteye. Nzamwibasira n'ikiganza cyanjye, murimbure ave mu muryango wa Israheli.

10Bazahanirwa ibyaha byabo; igicumuro cy'umuhanuzi kizaba kimwe n'icy'umuhanuzaho,

11bityo umuryango wa Israheli ntuzongera kwitandukanya nanjye, cyangwa ngo wongere kwiyandurisha ibicumuro byawo byose. Bazambera umuryango, uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze, nanjye nzabe Imana yabo.'»

### Buri muntu azabazwa ibyo yakoze

12Uhoraho ambwira iri jambo, ati

13«Mwana w'umuntu, igihugu kiramutse gicumuye kikampemukira, nkakiramburiraho ikiganza cyanjye ngasenya ibigega byacyo by'imigati, nkagiteza inzara kugira ngo ngitsembemo abantu n'amatungo,

14n'aho icyo gihugu cyabamo aba bantu batatu: Nowa, Daneli na Yobu, uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze, abo batatu bonyine bakiza ubugingo bwabo babikesheje ubutungane bwabo bwite.

15Ndamutse nteje ibikoko by'inkazi muri icyo gihugu kugira ngo bibamare ku bana, bicyangize kandi bigihindure amatongo, ku buryo nta muntu n'umwe waba agitinyuka kuhanyura kubera ibyo bikoko,

16n'aho icyo gihugu cyabamo abo bantu batatu, uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze, mbirahiye ubugingo bwanjye ko batazashobora gukiza abahungu babo cyangwa abakobwa babo; bazarokoka bonyine ariko igihugu gihinduke amatongo.

17Cyangwa se icyo gihugu ndamutse ngiteje inkota, nkavuga nti 'Inkota ninyure mu gihugu kugira ngo ngitsembemo abantu n'amatungo',

18n'aho abo bantu batatu baba muri icyo gihugu, uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze, mbirahiye ubugingo bwanjye ko batazashobora gukiza abahungu babo cyangwa abakobwa babo; ni bo bonyine bazarokoka.

19Ndamutse na none nteje ibyorezo muri icyo gihugu, mu burakari bwanjye nkamena amaraso ntsemba abantu n'amatungo,

20n'aho Nowa, Daneli na Yobu baba muri icyo gihugu, uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze, mbirahiye ubugingo bwanjye ko batazashobora gukiza umuhungu wabo cyangwa umukobwa wabo; ahubwo bazakiza ubugingo bwabo babikesheje ubutungane bwabo bwite.

21Nyagasani Uhoraho aravuze ati «N'ubwo Yeruzalemu nayiteje ibi byago bine


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bikomeye: inkota, inzara, ibikoko by'inkazi n'ibyorezo, nkayitsembamo abantu n'amatungo,

22nyamara abarokotse baracyariho, ngabo abahungu n'abakobwa barasohotse bavuye mu mugi babasanga, kugira ngo nimubona imyifatire yabo n'ibikorwa byabo, mushire intimba mwatewe n'ibyago byose nateje Yeruzalemu.

23Nuko rero, uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze, bazabamara intimba nimubona imyifatire yabo n'ibikorwa byabo, maze muzamenye ko ibyo nakoreye Yeruzalemu byose bitabaye impfabusa.»

## Ezekiyeli 15

### Umugani w'umuzabibu

1Uhoraho ambwira iri jambo, ati

2«Mwana w'umuntu, igiti cy'umuzabibu kirusha iki ibindi biti byose? Amashami yacyo arusha iki andi y'ibiti byo mu ishyamba?

3Bashobora se kugira icyo bagikoramo? Hari uwakibazamo se akantu ko kumanikaho ibikoresho?

4Ngaha rero bakijugunye mu muriro ngo gishye, gikongoke: kiramutse se gihiye imitwe yombi ndetse n'igihimba kigakongoka, hari icyo se cyaba kikimaze?

5Mbere y'uko bagitwika, nta cyo cyari kimaze; none dore umuriro wagitwitse cyakongotse. Hari icyo se kikimaze?

6Ni yo mpamvu Nyagasani Uhoraho avuze ati

'Uko nagenjereje umuzabibu mu bindi biti byo mu ishyamba, nkawujugunya mu muriro ngo ushye, ukongoke, ni ko nzagenzereza n'abaturage b'i Yeruzalemu.

7Naraboroheye bibwira ko barokotse umuriro, nyamara undi muriro uzabatwika; maze muzamenye ko ndi Uhoraho, igihe nzaba nabazinutswe.

8Igihugu nzagihindura amatongo, kuko bambereye abahemu. Uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze.'»

## Ezekiyeli 16

### Amateka ya Yeruzalemu

1Uhoraho ambwira iri jambo, ati

2«Mwana w'umuntu, menyesha Yeruzalemu amahano yose yakoze.

3Uzavuge uti 'Dore uko Nyagasani Uhoraho abwira Yeruzalemu: Inkomoko yawe n'amavukiro yawe ni igihugu cya Kanahani; so yari Umuhemori, na nyoko ari Umuhetikazi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[4]Umunsi uvuka ntibakugenye, ntibakuhagije amazi ngo bagusukure, ntibagusize umunyu habe no kwiririrwa bagufubika n'udutambaro.

[5]Nta n'umwe wigeze akurebana impuhwe, ngo abe yagukorera umwe muri iyo mirimo abitewe n'imbabazi akugiriye; ahubwo wajugunywe mu gasozi, kuko umunsi uvutse wari uteye ishozi.

[6]Nanyuze hafi yawe, nkubona wigaragura mu maraso yawe, ariko n'ubwo wari ukigaragura mu maraso yawe bwose, ndakubwira nti 'Baho.'

[7]Ubwo ndagukuza nk'icyatsi mu murima; uriyongera, uragimbuka, ugera aho uba inkumi nziza; upfundura amabere, umusatsi wawe urakura uba mwinshi, ariko ubwo wari ucyambaye ubusa.

[8]Nza kunyura hafi yawe ndakubona nsanga ugeze mu gihe cyo kubengukwa, ngufubika igishura cyanjye, ndakwambika. Nakurahiye ko ntazaguhe — mukira, tugirana isezerano — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze — maze uba uwanjye.

[9]Nagushyize mu mazi nkuhagira amaraso yari akuzuyeho maze ngusiga amavuta;

[10]nkwambika imyenda itatse amabara yose n'inkweto z'uruhu runogereye, ngukenyeza umwenda w'ihariri ngerekaho n'igishura cy'akataraboneka.

[11]Nagusesuyeho imitamirizo, nkwambika imiringa ku maboko n'urunigi mu ijosi.

[12]Nashyize impeta ku zuru ryawen'amaherena ku matwi yawe, nkwambika ikamba ritagira uko risa ku mutwe wawe.

[13]Wari wisesuyeho imitamirizo ya zahabu n'umuringa, wambaye imyenda y'ihariri y'akataraboneka n'indi itatse amabara yose, ugatungwa n'ifu y'inono, ubuki n'amavuta; bityo ugenda urushaho kugira uburanga maze umera nk'umwamikazi.

[14]Uburanga bwawe bwatumye wamamara mu mahanga kuko butagiraga amakemwa, wabukomoraga ku ikuzo ryanjye ribengerana; uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze.

[15]Nyamara wiringiye uburanga bwawe, wishingikiriza ubwamamare bwawe ujya mu buraya; usambana n'abahisi n'abagenzi.

[16]Wahisemo imyenda y'amabara meza uyitakisha ahantu hirengeye, aho nyine wigiriye indaya; ukora ibintu bitigeze kubaho kandi bitazongera no kubaho ukundi.

[17]Wafashe imitamirizo ya zahabu n'iya feza nari naguhaye, uyikoramo amashusho y'ibigirwamana by'abagabo usambana na byo;

[18]ufata imyenda yawe itatse amabara uyitwikiriza ayo mashusho, maze uyatura amavuta yanjye n'ububani bwanjye.

[19]Ndetse n'umugati naguhaye, ifu y'inono, amavuta n'ubuki nagutungishaga, ni byo


© 2012, Bible Society of Rwanda.

watuyeho igitambo cyo kugusha neza ayo mashusho yawe.

20Byongeye kandi, uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze, byageze n'aho ufata abahungu bawe n'abakobwa bawe wari waribyariye, ubatura ibyo bigirwamana. Ni ko se ye, urabona ubwo buraya bwawe bwonyine butari buhagije?

21Wishe abahungu banjye urabatanga ubatura ayo mashusho yawe;

22kandi muri ayo mahano yose n'ubwo buraya, nturakibuka ya minsi y'ubuto bwawe, igihe wari utumbuje wigaragura mu maraso yawe.

23Ariko noneho wiyimbire, uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze, uriyimbire nyuma y'ubwo bugome bwose!

24Wiyubakiye amazu ahirengeye, wiyubakishiriza isengero ahantu hose abantu bakunda gukoranira.

25Muri buri mayirabiri wahubatse inzu yo guhindanyirizamo uburanga bwawe wiha umuhisi n'umugenzi, bityo ukagwiza ubwo buraya bwawe.

26Wigize indaya y'Abanyamisiri, ari bo baturanyi bawe b'abanyamaboko, ugwiza uburaya bwawe ari ukugira ngo undakaze.

27None rero, dore nkuramburiyeho ikiganza cyanjye, ibyagutungaga ndabigabanyije. Nkweguriye abanzi bawe, ari bo bakobwa b'Abafilisiti bakugenze uko bashaka, kuko na bo ubwabo batewe isoni n'imyifatire yawe.

28Byongeye kandi kubera ko utigeze unyurwa, wigize indaya y'Abanyashuru. Ni koko, wigize indaya yabo, ariko ntiwanyurwa.

29Wagwirije uburaya bwawe no mu bacuruzi bo mu gihugu cy'Abakalideya, ariko na none ntiwanyurwa.

30Mbega ukuntu uba ufite umutima utari hamwe, uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze, iyo uhihibikana mu mirimo y'uburaya!

31Igihe wiyubakiraga amazu muri buri mayirabiri, wiyubakishiriza isengero ahantu hose abantu bakunda gukoranira; muri ibyo bikorwa byose kandi ukanga ko baguhonga nk'izindi ndaya!

32Umugore w'umusambanyi yigabiza ab'imuhana mu kigwi cy'umugabo we.

33Ubundi indaya zose barazihonga; ariko wowe uhonga ubwawe abakunzi bawe bose, ukabaha amaturo ugira ngo baturuke impande zose, bahururiye uburaya bwawe.

34Wowe rero, uburaya bwawe bunyuranye n'ubw'abandi bagore: nta n'umwe mu bakunzi bawe wigeze akwiruka inyuma; ahubwo ni wowe ubwawe ubahonga naho bo ntibagire icyo baguha, akaba ari na yo mpamvu uburaya bwawe bunyuranye n'ubw'abandi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

35None rero wa ndaya we, tega amatwi ijambo ry'Uhoraho.

36Nyagasani Uhoraho avuze atya: Kubera ko wiyambitse ubusa, ukagaragaza
ubwambure bwawe mu buraya bwawe hamwe n'abakunzi bawe, kimwe n'amahano
yose akabije wuhiye amaraso y'abahungu bawe,

37ngiye kugukoranyirizaho abakunzi bawe bakunyuze, abo wakunze bose ndetse
n'abo wanze, nkwambike ubusa imbere yabo babone ubwambure bwawe bwose uko
bwakabaye.

38Ngiye kuguha igihano gikwiriye abagore b'abasambanyi kandi bamena amaraso,
nkugabize uburakari n'ishyari byanjye.

39Nzabakugabiza barimbure ayo mazu yawe n'insengero wubakishije ahirengeye,
bagucuze imyambaro kandi bakwambure n'imitako yawe; bagusige uri
umutumbuze.

40Ibyo nibirangira, bazaguteza rubanda bagutere amabuye kandi bagushwanyaguze
n'inkota,

41bazatwika amazu yawe, bagucire urugukwiye mu maso y'abagore batabarika; bityo
uherukire aho kugira uwo uhonga kandi ntsembe ntyo uburaya bwawe.

42Nzakurangirizaho uburakari bwanjye, mperukire aho kukugirira ishyari,
nzacururuka ubutazongera kukurakarira ukundi.

43Kubera ko utibutse iminsi y'ubuto bwawe, uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze,
ahubwo ukanyanga ukora ibyo bibi byose; nanjye ngiye kukugerekaho ingaruka z'iyo
myifatire yawe. Ni ko se ye, ayo mahano yose wakoze urabona atarengeje urugero?

44Dore nawe ba gacamigani bose barakurenguriraho, bagira bati 'Umukobwa ni uwa
nyina.'

45Koko rero, uri uwa nyoko wanze umugabo we n'abana be, kandi nta ho utaniye
n'abandi bakobwa muva inda imwe, banze abagabo babo n'abana babo. Nyoko yari
Umuhetikazi, naho so akaba Umuhemori.

46Mukuru wawe w'uburiza ni Samariya, utuye ibumoso bwawe n'abakobwa be;
murumuna wawe w'umuhererezi akaba Sodoma, utuye iburyo bwawe n'abakobwa
be.

47Nta bwo wiganye imyifatire yabo cyangwa se ngo ukore amahano nk'ayabo
byonyine, ahubwo wowe mu migenzereze yawe yose wabatambukije ububi.

48Mbirahiye ubugingo bwanjye, uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze, ko Sodoma
murumuna wawe n'abakobwa be batagejeje ahawe n'abakobwa bawe.

49Igicumuro cya Sodoma murumuna wawe ni ubwirasi, ubusambo no kutagira icyo
yitaho ; ngibyo ibicumuro bya Sodoma n'abakobwa be. Ntibigeze batabara umukene

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'umunyabyago,

50bigize abibone kandi bakorera amahano imbere yanjye, ni yo mpamvu na bo nabatsembye nk'uko wabyiboneye.

51Naho Samariya we ntiyigeze akora na kimwe cya kabiri cy'ibyaha byawe. Wagwije amahano kubarusha, uko gukabya kwawe gutuma abavandimwe bawe basa n'intungane, ugereranyije n'amahano yose wakoze.

52Wowe rero, ukorwe n'isoni z'ibyaha wakoze byatumye abavandimwe bawe basa n'indacumura iruhande rwawe. Ukomeze ugire isoni kandi ukorwe n'ikimwaro, kuko watumye abavandimwe bawe basa n'intungane.

53Ngiye kubakomorera: nzakomorera Sodoma n'abakobwa be kimwe na Samariya n'abakobwa be, hanyuma nawe ndetse nzagusubize umwanya wawe rwagati muri bo,

54kugira ngo ukorwe n'ikimwaro kandi uterwe isoni n'ibyo wakoze byose, bikaba byarabaviriyemo guhumurizwa.

55Abavandimwe bawe, Sodoma n'abakobwa be bazongera kumera nka kera, Samariya n'abakobwa be na bo bazongera kumera nka mbere, nawe n'abakobwa bawe mwongere kumera uko mwahoze kera.

56Sodoma, murumuna wawe, harya si we wataramanaga igihe wari ukiri mu bwibone,

57ibikorwa bibi byawe bitaragaragara? None dore abakobwa ba Edomu baguhinduye urw'amenyo kimwe n'abandi bo mu bihugu bigukikije; ndetse n'Abafilisitikazi baragushungera baguturutse impande zose.

58Ubupfamutima bwawe n'amahano wakoze, ni wowe bishengura, uwo ni Uhoraho ubivuze.

59Nuko rero, Nyagasani Uhoraho aravuze ati 'Nzakugenzereza nk'uko wangenje, wowe warenze ku ndahiro ukageza n'aho wica amasezerano.

60Nyamara jyewe nzibuka Isezerano nagiranye nawe igihe cy'ubuto bwawe, maze nzagushyiriraho Isezerano rihoraho.

61Bityo nawe uzibuka imyifatire yawe maze ukorwe n'isoni igihe uzaba wakira abavandimwe bawe, bakuru bawe na barumuna bawe, ubwo nzaba nabaguhayeho abakobwa, ariko kandi nta ruhare bazaba bafite ku isezerano ryawe.

62Nzakomeza Isezerano ryanjye nawe maze uzamenye ko ndi Uhoraho,

63ubonereho no kwibuka kandi ukorwe n'isoni ; muri uko kumwara kwawe woye kongera kubumbura umunwa, igihe nzaba nakubabariye ibyo wakoze byose, uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze.'»


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Ezekiyeli 17

### Umugani wa kagoma

1Uhoraho ambwira iri jambo, ati

2«Mwana w'umuntu, sakuza n'umuryango wa Israheli kandi uwucire n'umugani.

3Ubabwire uti 'Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Kagoma nini cyane, ifite
amababa manini kandi maremare, ikagira n'ubwoya bwinshi bw'amabara anyuranye
yaje muri Libani, itwara ishami ryo mu bushorishori bw'isederi.

4Yaciye ishami risumba ayandi, irijyana mu gihugu cy'abacuruzi, maze irishyira mu
mugi wabo.

5Hanyuma ijyana urugemwe mu mbuto z'igihugu, irutera mu murima uhinze neza
hafi y'umugezi w'amazi menshi, irusiga ku nkombe nk'igiti gikunda ubukonje.

6Urugemwe rurakura, ruhinduka umuzabibu urumbuka kandi w'uburebure
buringaniye, ugaba amashami yawo uyerekeje kuri ya kagoma, imizi yawo uyishora
mu nsi yayo. Nuko uba umuzabibu nyakuri, ushamikaho amashami, na yo arakomera.

7Nyamara hariho n'indi kagoma, ikagira amababa manini cyane n'ubwoya bwinshi.
Nuko uwo muzabibu ushora imizi mu nsi yayo, ugaba n'amashami yawo uhereye ku
iyogi wari uteyemo, uyerekeza kuri iyo kagoma, kugira ngo iwuvomerere.

8Wari uteye mu murima urumbuka cyane ku nkombe y'umugezi w'amazi menshi,
kugira ngo ushobore kugaba amashami were n'imbuto, kandi ube n'umuzabibu
utagira uko usa.'

9Babwire uti 'Nyagasani Uhoraho aravuze ngo: Mbese aho uwo muzabibu uzakura
ube mwiza? Aho iyo kagoma ntizarandura imizi yawo, ikawushikuzaho n'imbuto, ku
buryo amashami yose yameraga yuma, ntihabe hagikenewe umunyamaboko,
cyangwa imbaga y'abantu, kugira ngo bawurandurane n'imizi?

10Guterwa ko ngaha uratewe, ariko se uzakura ube mwiza? Umuyaga
w'iburasirazuba se wo nuhindura, ntuzawumisha? Ibyo ni koko, uzumira ku iyogi
aho wamereye.'»

11Nuko Uhoraho ambwira iri jambo, ati

12«Baza iyo nyoko y'ibirara uti 'Mbese ntimuzi icyo uwo mugani usobanura?»
Hanyuma ubabwire uti «Dore umwami w'i Babiloni yaje i Yeruzalemu, ahanyaga
umwami n'ibikomangoma maze abajyana iwe i Babiloni.

13Afata umuntu wo mu muryango w'umwami agirana na we isezerano,
aranamurahiza. Hanyuma anyaga n'abakomeye bo mu gihugu,

14kugira ngo ubutegetsi budakomera bukanabyutsa umutwe, ahubwo ngo babe
indahemuka ku masezerano ye kandi bayakomereho.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Ariko uwo muntu yaje kumugomera, yohereza intumwa mu gihugu cya Misiri ngo
bamwoherereze amafarasi n'igitero cy'abantu benshi. Ibyo se ariko bizamuhira?
Uwakoze ibyo se, aho we azarokoka? Azabasha se kurokoka kandi yarishe isezerano?

16Mbirahiye ubugingo bwanjye, uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze, azagwa i
Babiloni mu gihugu cy'umwami wari wamwimitse akaba yarahinyuye indahiro ye,
akica n'amasezerano ye.

17Ariko rero, n'ubwo Farawo yagira ingabo zikomeye n'ibitero by'abantu benshi
ntazashobora kumukirisha intambara, igihe abandi bazaba bamaze kurunda imigina
y'ibitaka ngo buririreho, no kubaka inkike ngo barimbure abantu benshi.

18Yahinyuye indahiro, yica amasezerano kandi yari yabyiyemeje, abirengaho akora
ibyo byose; ntateze rero kubirokoka.

19Ni cyo gitumye Nyagasani Uhoraho avuze ati 'Mbirahiye ubugingo bwanjye,
nzamuryoza indahiro yanjye yahinyuye n'Isezerano ryanjye yishe.

20Nzamutega umutego azawugwemo, mujyane i Babiloni maze muhanireyo kubera
ko yampemukiye.

21Ab'ingenzi mu ngabo ze bose bazicwa n'inkota, abacitse ku icumu bakwirwe
imishwaro; maze muzamenye ko ari jyewe Uhoraho wabivuze.'

22Dore Nyagasani Uhoraho aravuze ati

'Nanjye nzafata ishami ryo mu bushorishori bw'isederi nini, mu mashami yo hejuru cyane nzacemo rimwe ritoshye, maze nditere jye ubwanjye ku musozi muremure kandi wirengeye.

23Nzaritera ku musozi muremure wa Israheli, na ryo rizakure rigabe amashami,
rizere imbuto kandi ribe isederi itagira uko isa. Inyoni z'amoko yose zizayarikamo,
ibisiga by'amoko yose bizugame mu mashami yayo.

24Bityo ibiti byose byo mu gasozi bizamenye ko ari jye, Uhoraho ucisha bugufi igiti
kirekire, ngashyira ejuru ikigufiya, ngatuma igiti gitoshye cyuma, n'icyumye gitoha.
Ni jye Uhoraho ubivuze kandi nzabikora.'»

## Ezekiyeli 18

### Buri muntu azabazwa ibyo yakoze

1Uhoraho ambwira iri jambo, ati

2«Ni iki gituma mu gihugu cya Israheli muca uyu mugani uvuga ngo:

'Ababyeyi bariye imizabibu idahishije, none amenyo y'abana babo yaramunzwe '?

3Mbirahiye ubugingo bwanjyeuwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuzeuwo mugani
ntimuzongera kuwuca ukundi muri Israheli,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4kuko ubugingo bwose ari ubwanjye; ari ubw'umubyeyi cyangwa se ubw'umwana, bwose ni ubwanjye.

5Niba umuntu ari intungane, agakora ibitunganye kandi agakurikiza ubutabera,

6ntarire ku misozi kandi ntiyubure amaso ngo arebe ibigirwamana by'umuryango wa Israheli, ntagundire umugore wa mugenzi we, ntiyegere umugore uhumanye,

7ntagire umuntu akandamiza, agasubiza ingwate umubereyemo umwenda, ntagire uburiganya, umushonji akamuha umugati kandi akambika uwambaye ubusa,

8ntagurize yishakira inyungu, ntiyake urwunguko rurengeje urugero, ntagire uwo arenganya, ahubwo agacira abantu urubanza rutabera,

9agakora akurikije amategeko yanjye n'amabwiriza yanjye nta buryarya — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze — uwo muntu ni intungane koko kandi azabaho.

10Ariko niba uwo muntu abyaye umwana w'umugome kandi umena amaraso, agakora kimwe muri ibyo bicumuro,

11nyamara we nta na kimwe yigeze akora muri byo, ariko uwo mwana we akageza aho kurira ku misozi no kugundira umugore wa mugenzi we,

12agakandamiza umukene n'umunyabyago, akagira uburyarya, ntasubize ingwate umwishyuye umwenda, akubura amaso akareba ibigirwamana, agakora amahano,

13akaguriza yishakira inyungu kandi agasaba urwunguko rurengeje urugero, uwo mwana se azabaho? Ntateze kubaho! Namara gukora ayo mahano yose azapfa kandi amaraso ye ni we azabarwaho.

14Nyamara niba uwo mugome abyaye umwana, akareba ibyaha se yakoze ariko ntabikurikize,

15ntarire ku misozi, ntiyubure amaso ngo arebe ibigirwamana by'umuryango wa Israheli, ntagundire umugore wa mugenzi we,

16ntagire umuntu akandamiza, agasubiza ingwate umwishyuye umwenda, ntagire uburiganya, umushonji akamuha umugati kandi akambika uwambaye ubusa,

17ntagire uwo arenganya, ntagurize kubera kuronka inyungu cyangwa ngo yake urwunguko rurengeje urugero, agakora akurikije amabwiriza yanjye n'amategeko yanjye, uwo mwana nta bwo azapfa azira ibicumuro bya se, ahubwo azabaho.

18Ariko kubera ko se yabaye umugome, akariganya kandi agakorera ibidatunganye rwagati mu muryango we, azapfa azira ibicumuro bye bwite.

19Byongeye kandi muravuga muti 'Umwana yabuzwa n'iki kuzira ibicumuro bya se!' Nyamara rero, niba umwana yarakoze ibitunganye kandi agakurikiza ubutabera, yarubahirije amategeko yanjye akanayakurikiza, agomba kubaho.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

20Uwacumuye ni we uzapfa. Umwana ntazazira ibicumuro bya se cyangwa ngo umubyeyi azire ibicumuro by'umwana we; intungane izahemberwa ubutungane bwayo, n'umugiranabi ahanirwe ubugiranabi bwe.

21Umugiranabi naramuka yanze ibyaha byose yakoze, akubahiriza amategeko yanjye, agakora ibitunganye kandi agakurikiza ubutabera, azabaho nta bwo azapfa.

22Ibicumuro bye ntibizibukwa ukundi; azabaho abikesheje ko yakurikije ubutabera.

23Mbese nakwishimira nte urupfu rw'umunyabyaha, uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze, ahubwo nakwishimiye ko yahinduye imyifatire ye maze akabaho ?

24Ariko se niba uwari intungane aretse ubutungane bwe, agakora icyaha akurikiza amahano yose umugiranabi akora, ubwo se murabona yazabaho? Ntibazibuka ukundi ko yakurikizaga ubutabera, ahubwo kubera ubuhemu bwe n'ibyaha yakoze, azapfa.

25Muravuga kandi muti 'Imigenzereze ya Nyagasani ntitunganye.' Tega amatwi rero, muryango wa Israheli: mbese koko imigenzereze yanjye yaba ari yo idatunganye? Cyangwa se imigenzereze yanyu ni yo idatunganye?

26Niba uwari intungane aramutse aretse ubutungane bwe agacumura maze agapfa, azaba azize ibyaha yakoze.

27Ariko niba umunyabyaha yanze ibyaha yakoraga, kugira ngo akore ibitunganye kandi akurikize ubutabera, aba arengeye ubugingo bwe.

28Niba yanze ibicumuro bye byose, nta bwo azapfa, ahubwo azabaho.

29Nyamara umuryango wa Israheli uravuga uti 'Imigenzereze ya Nyagasani ntitunganye.' Ni ko se, muryango wa Israheli, koko imigenzereze yanjye yaba ari yo idatunganye? Cyangwa se imigenzereze yanyu ni yo idatunganye?

30Ni cyo gitumye rero, muryango wa Israheli — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze — nzacira buri muntu urubanza nkurikije imigenzereze ye. Nimuhinduke mwange ibyaha byanyu byose, icyababera impamvu yo gucumura cyose mukirinde.

31Nimuzibukire ibyaha byose mwakoze, maze mwiremememo umutima mushya n'umwuka mushya. Ni ko se, muryango wa Israheli, ni iki rwose cyatuma mugomba gupfa?

32Nta bwo nishimira urupfu rw'umuntu uwo ari we wese, nimuhinduke maze mubeho! Uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze.»

## Ezekiyeli 19

### Amaganya atewe n'ibikomangoma bya Israheli

1Naho wowe rero, uririmbe indirimbo y'amaganya atewe n'ibikomangoma bya


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Israheli.

2Uzavuge uti «Nyoko yari nde? Yari intare y'ingore mu zindi ntare, ikiryamira hagati y'ibyana byayo, ikanabyonsa.

3Nuko irera kimwe mu byana byayo kiba intare y'igisore, kimenya guhiga ndetse no kurya abantu.

4Abanyamahanga baza kumenya iby'iyo ntare, barayitega maze igwa mu mutego wabo, bayikururisha inkonzo bayijyana mu gihugu cya Misiri.

5Nyina irategereza iraheba, isanze nta cyizere igifite, ni ko gufata ikindi mu byana byayo, irakirera na cyo kiba igisore.

6Kikazerera mu zindi ntare, na cyo gihinduka koko intare y'igisore, kimenya guhiga ndetse no kurya abantu.

7Nuko irimbura ingoro z'abantu, isenya n'imigi yabo, igihugu n'abagituye bakuka umutima, kubera urusaku rw'umutontomo wayo.

8Abanyamahanga bahegereye, baturuka mu bihugu byabo baje kuyirwanya, barayitega maze igwa mu mutego wabo.

9Bayikuruza inkonzo bayishyira mu rudandi, bayishyikiriza umwami w'i Babiloni ayifungira mu buvumo, kugira ngo umutontomo wayo utazongera kumvikana mu misozi ya Israheli.

10Byongeye kandi, nyoko yari ameze nk'umuzabibu watewe ku nkengero y'amazi. Wararumbukaga kandi ukagira amababi menshi, ubikesha ko wabonaga amazi ahagije,

11ukagira amashami akomeye, avamo inkoni z'abami, uburebure bwawo bugera rwagati mu bicu, bugatangaririrwa kimwe n'ubwinshi bw'amashami yawo.

12Ariko waranduranye uburakari bawutura hasi, umuyaga w'iburasirazuba wumisha imbuto zawo, igihimba cyawo gikomeye kiravunika maze kiruma, umuriro uragitwika.

13Dore noneho watewe mu butayu, mu gihugu cyumiranye, kitakigira amazi.

14Umuriro uhinguka mu gihimba cyawo, utwika amashami yawo n'imbuto zawo. Ntuzongera ukundi kugira ishami rikomeye, ryashobora kuvamo inkoni y'umwami.» Uwo ni umuvugo, waririmbwe nk'amaganya.

## Ezekiyeli 20

### Amateka y'ubuhemu bwa Israheli

1Nuko mu mwaka wa karindwi, ku munsi wa cumi w'ukwezi kwa gatanu, bamwe mu bakuru b'umuryango wa Israheli baraza bicara imbere yanjye, bazanywe no

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

guhanuza Uhoraho.

2Ubwo Uhoraho ambwira iri jambo, ati

3«Mwana w'umuntu, bwira abakuru b'umuryango wa Israheli uti 'Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Ese ye, ubwo muzanywe no kugira icyo mumpanuza ? Mbirahiye ubugingo bwanjye - uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze - nta bwo nzemera guhanuzwa namwe.'

4Ni ko se mwana w'umuntu, ntugiye se kubacira urubanza ? Ngaho bamenyeshe amahano yakozwe n'abakurambere babo.

5Uzababwire uti 'Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Umunsi nitoreye umuryango wa Israheli, nkarahira ndamburiye ikiganza ku nzu ya Yakobo ; nabibamenyesheje muri mu gihugu cya Misiri, mbaramburiraho ikiganza kandi mbabwiza indahiro nti 'Ndi Uhoraho Imana yanyu.'

6Uwo munsi nabaramburiyeho ikiganza, mbarahira ko nzabavana mu gihugu cya Misiri nkabajyana mu gihugu nabahitiyemo, igihugu gitemba amata n'ubuki, kikaba na cyiza kuruta ibindi byose.

7Nuko ndababwira nti 'Buri muntu nazibukire ibiterashozi bibashuka, mureke kwiyanduza n'ibigirwamana byo mu Misiri ; ndi Uhoraho Imana yanyu.'

8Nyamara bambereye ibirara banga kunyumva, ntihagira n'umwe uzibukira ibiterashozi byabashukaga ; ntibareka n'ibigirwamana byo mu Misiri. Ni bwo ntekereje kubavunduriraho uburakari bwanjye, ngo mbubamarireho rwagati mu gihugu cya Misiri.

9Ariko nagiriye izina ryanjye, nkora uko nshoboye ngo ritandavurizwa imbere y'abanyamahanga bari batuyemo, ari na bo bandebaga igihe mbimenyesheje, mbavana mu gihugu cya Misiri.

10Hanyuma nabavanye mu gihugu cya Misiri mbajyana mu butayu,

11mbaha amategeko yanjye kandi mbamenyesha amabwiriza yanjye, ari byo bagombaga gukurikiza ngo babone kubaho.

12Nageze aho mbaha sabato zanjye ngo zibabere ikimenyetso cyanjye muri bo, kugira ngo bamenye ko ari jye, Uhoraho ubatagatifuza.

13Nyamara aho mu butayu, Abayisraheli baranga bambera ibirara, ntibakurikiza amategeko yanjye, birengagiza amabwiriza yanjye kandi ari byo bagombaga gukurikiza ngo babone kubaho ; bandavuza na sabato zanjye. Ni bwo ntekereje kubavunduriraho uburakari bwanjye, ngo mbarimburire aho mu butayu.

14Ariko nagiriye izina ryanjye, nkora uko nshoboye ngo ritandavurizwa mu maso y'amahanga nari narabavanyemo.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15 Byongeye kandi, nabaramburiyeho ikiganza aho mu butayu, mbarahira ko
ntazabajyana mu gihugu nari narabahaye, igihugu gitemba amata n'ubuki kikaba na
cyiza kuruta ibindi byose,

16 kuko bari barirengagije amabwiriza yanjye, ntibakurikize amategeko yanjye kandi
bakandavuza sabato zanjye, n'umutima wabo ukikurikirira ibigirwamana.

17 Ariko jye nabarebanye impuhwe, sinashaka kubatsemba ngo mbatsinde muri
ubwo butayu.

18 Nuko abana babo bari mu butayu ndababwira nti 'Muramenye ntimuzitware
nk'abakurambere banyu cyangwa se ngo mugenze nka bo, ntimukiyandavuze
n'ibigirwamana byabo ;

19 ndi Uhoraho Imana yanyu. Nimukore ibihuje n'amategeko yanjye, mwubahirize
amabwiriza yanjye kandi muyakurikize.

20 Nimutagatifuze sabato zanjye, zibabere ikimenyetso cyanjye muri mwe, kugira ngo
bamenye ko ndi Uhoraho Imana yanyu.'

21 Nyamara n'abana babo bambereye ibirara, ntibakora ibihuje n'amategeko yanjye,
ntibakurikiza amabwiriza yanjye, ari byo bagombaga gukurikiza ngo babone kubaho,
bandavuza na sabato zanjye. Ni bwo ntekereje kubavunduriraho uburakari bwanjye,
ngo mbubamarireho aho mu butayu.

22 Ariko nisubiyeho ngirira izina ryanjye, nkora uko nshoboye ngo ritandavurizwa
mu maso y'amahanga nari narabavanyemo.

23 Nuko ndongera mbaramburiraho ikiganza cyanjye aho mu butayu, mbarahira ko
ngiye kubatatanyiriza mu mahanga, nkabakwiza imishwaro mu bihugu bya kure,

24 kuko batakurikije amabwiriza yanjye, bakirengagiza amategeko yanjye,
bakandavuza sabato zanjye kandi bakihambira ku bigirwamana by'abakurambere
babo.

25 Ndetse nageze n'aho mbaha amategeko y'amananiza n'amabwiriza atashoboraga
kubabeshaho,

26 mbandurisha amaturo yabo, igihe banturaga abana babo b'uburiza ho ibitambo, ari
ukugira ngo bakangarane maze bamenye ko ndi Uhoraho.»

27 Kubera iyo mpamvu rero, mwana w'umuntu, ubwire umuryango wa Israheli uti
«Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Abakurambere banyu barantutse bikabije
bakomeza kumpemukira.

28 Nyamara kandi nabazanye mu gihugu narahiye ku mugaragaro ko nzakibaha ;
bahabona imisozi miremire y'amoko yose, ibiti bitoshye by'amoko yose, bahaturira
ibitambo byabo banahatangira amaturo yabo andakaza ; bahashyira imibavu yabo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ihumura neza kandi bahaturira n'ibitambo biseswa.

29Ni ko kubabaza nti 'Aho hantu hirengeye mujya ni hantu nyabaki ?' Nuko aho hantu bahita 'Boma ' kugeza na n'ubu.

30None rero, bwira umuryango wa Israheli uti 'Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Mbese ye, musanga ari byiza, igihe mwiyanduza mugenza nk'abakurambere banyu, mwohoka mu buraya bw'ibigirwamana byabo,

31mutanga amaturo yanyu kandi mutwika abana banyu ? Ni iki gituma mukomeza kwiyanduza n'ibyo bigirwamana byose kugeza na n'ubu ? Hanyuma se, muryango wa Israheli, jyewe nzemera ko mumpanuza ? Mbarahiye ubugingo bwanjye, uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze, nta bwo nzemera ko mumpanuza.

32Naho ibyo mwibwira mu mutima wanyu, igihe muvuga muti 'Tuzamera nk'abanyamahanga cyangwa se imiryango yo mu bindi bihugu, dusenge ibiti n'amabuye', ibyo ntibiteze kubaho.

33Mbarahiye ubugingo bwanjye, uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze, ni jyewe uzababera umwami, nkoresheje ikiganza cyanjye cy'impangare n'ukuboko kwanjye kurambuye, ari na ko mbavunduriraho n'uburakari bwanjye.

34Nzabavana rwagati mu yindi miryango, mbakoranye mbavanye mu bihugu by'amahanga mwatataniyemo, mbikoresheje ikiganza cyanjye cy'impangare n'ukuboko kwanjye kurambuye ; ari na ko mbavunduriraho uburakari bwanjye,

35mbajyane mu butayu bw'amahanga, abe ari ho mbacira urubanza duhanganye amaso.

36Urwo naciriye abakurambere banyu mu butayu bwo mu gihugu cya Misiri, uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze, ni rwo nzabacira namwe.

37Nzabategeka kuba ubushyo bwanjye no kumvira Isezerano ryanjye ;

38nzabatandukanya n'ab'ibirara bangomeye, mbakure mu gihugu batuyemo, ariko ntibazinjira mu gihugu cya Israheli ; maze muzamenye ko ndi Uhoraho.

39Namwe rero, muryango wa Israheli, dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Ngaho buri muntu nagende akureho ibigirwamana bye, ahasigaye mbarahiye ko muzanyumva, ntimuzongere ukundi kwandavuza izina ryanjye ritagatifu, muryandurisha ibitambo n'ibigirwamana byanyu !

40Koko rero, umuryango wa Israheli wose uko wakabaye, uko bangana mu gihugu, uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze, bazankorera bari ku musozi mutagatifu, ku musozi muremure wa Israheli ; ni ho inzu ya Israheli yose izaba ituye mu gihugu izankorera. Aho ni ho nzongera kubakira kandi nkemera n'ibitambo byanyu, iby'ingenzi mu maturo yanyu n'ibintu mushaka kunyegurira byose.

41Nzabakira nk'umubavu uhumura neza igihe nzabavana rwagati mu mahanga,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nzabakoranya mbavanye mu bihugu mwatataniyemo, maze muzagaragaze ubutagatifu bwanjye mu maso y'abanyamahanga.

42Muzamenya ko ndi Uhoraho, igihe nzaba nabagaruye ku butaka bwa Israheli, igihugu narahiriye ku mugaragaro kuzagiha abakurambere banyu.

43Aho muzahibukira imyifatire yanyu n'ibikorwa byanyu byatumye mwiyanduza, maze bibatere namwe ubwanyu kwizinukwa kubera ibyo bibi byose mwakoze.

44Ni bwo rero muzamenya ko ndi Uhoraho, nimara kubagenzereza ntyo ngiriye izina ryanjye, ntitaye ku myifatire mibi yanyu, muryango wa Israheli, n'ibikorwa byanyu byahumanye. Uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze.»

## Ezekiyeli 21

### Inkota y'Uhoraho

1Uhoraho ambwira iri jambo, ati

2«Mwana w'umuntu, hindukira urebe mu majyepfo maze ubwire ijambo ryawe abo mu majyepfo, uhanurire ishyamba ryo mu karere k'amajyepfo.

3Uzabwire ishyamba ryo mu karere k'amajyepfo uti 'Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Ngiye kugucanamo umuriro, uzatwike ibiti byose, ibibisi n'ibyumye. Uzaba ari inkongi idateze kuzima, uzatwika abantu bose kuva mu majyepfo kugera mu majyaruguru.

4Buri kinyamubiri cyose kizamenya ko ari jyewe Uhoraho wawucanye, kandi ntuteze no kuzima.'»

5Nuko ndavuga nti «Ni ko se, Nyagasani Uhoraho, dore baramvugiraho bagira bati 'Mbese aho uriya si gacamigani.'»

6Uhoraho ni ko kumbwira ati

7«Mwana w'umuntu, hindukirira Yeruzalemu, uvume Ingoro ntagatifu kandi uhanurire igihugu cya Israheli ibicyerekeyeho.

8Uzabwire igihugu cya Israheli uti 'Dore uko Uhoraho avuze: Ndakwibasiye, ngiye gukura inkota yanjye mu rwubati maze ngutsembeho intungane kimwe n'umunyabyaha.

9Igitumye ngiye gukura inkota yanjye mu rwubati, ni ukugira ngo ngutsembeho intungane kimwe n'umunyabyaha, nibasire icyitwa ikinyamubiri cyose kuva mu majyepfo kugera mu majyaruguru.

10Nuko ikinyamubiri cyose kizamenye ko jyewe, Uhoraho, nkuye inkota yanjye mu rwubati, ikaba itazongera gusubiramo ukundi!

11Naho rero wowe, mwana w'umuntu, tangira uganye, unihe kandi ushavure,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

uganyire mu maso yabo.

12Nibakubaza bati ’Ni kuki uganya?’ uzababwire uti ’Ni ukubera inkuru mbi y’ibigiye kuba numvise: Imitima yose izahahamuka n’ibiganza birabirane, imbaraga zizashire kandi amavi acike intege. Dore ngibi biraje, kandi birabaye. Uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze.’»

13Uhoraho ambwira iri jambo, ati

14«Mwana w’umuntu, ngaho hanura. Uzavuge uti ’Nyagasani Uhoraho avuze atya: Mbega inkota we! Mbega inkota ityaye kandi irabagirana!

15Yatyarijwe kwica, none irarabagirana kandi igatera ibishashi.

16Yahawe kurabagirana ngo ibone gukoreshwa, iratyazwa ku buryo irabagirana, kugira ngo ihabwe umwicanyi.

17Taka kandi uboroge, mwana w’umuntu, kuko inkota irimbura umuryango wanjye, n’ibikomangoma byose bya Israheli. Nuko rero ngaho ikomange ku gituza,

18kuko ari ibigeragezo. Uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze.’

19Naho rero wowe, mwana w’umuntu, hanura ukomanye n’ibiganza ugira uti

’Inkota iri bukubite incuro ebyiri ndetse n’eshatu! Ni inkota isogota abantu benshi; ya nkota ndende ibahinguranya!

20Ibyo bibereyeho kugira ngo ucike intege, n’ibikugusha birusheho kuba byinshi. Dore kuri buri muryango mpashyize inkota, inkota yacuriwe gutera ibishashi, igatyarizwa kwica.

21Nigaragaze ko ityaye amugi yombi, ndetse yerekere no mu mpande zose.’

22Nanjye ubwanjye ngiye gukomanya ibiganza, ngiye kukumariraho uburakari bwanjye. Ni jye Uhoraho ubivuze.»

### Umwami w’i Babiloni mu mayirabiri

23Uhoraho ambwira iri jambo, ati

24«Naho rero wowe, mwana w’umuntu, shushanya inzira ebyiri zashobora kunyurwamo n’inkota y’umwami w’i Babiloni; izo nzira zombi kandi zive mu gihugu kimwe. Hanyuma aho izo nzira zitangiriye, uhashyire icyapa cyerekana aho zigana.

25Imwe muri zo izayobora inkota ije igana Raba y’Abahamoni, indi iyobore inkota ije igana mu kigo gikomeye cy’i Yeruzalemu muri Yuda.

26Koko rero, umwami w’i Babiloni ahagaze mu mayirabiri, aho inzira zombi zitangiriye, kugira ngo akoreshe ubufindo. Ariho aramisha imyambi hirya no hino, abaza abaterafimu, akitegereza n’inyama y’umwijima.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

27Ubufindo bwo mu kiganza cy'iburyo bwaguye kuri Yeruzalemu, kugira ngo hatangwe itegeko ryo kwica, banashinge imashini z'intambara. Bazakoma akamo k'intambara, amarembo bayegereze imashini zo kuyasenya, baharunde imigina y'ibitaka kandi bahakikize imikingo impande zose.

28Nyamara abantu b'i Yeruzalemu bo babona ko ibyo nta cyo biteze kubatwara, kuko bari biringiye indahiro barahiwe; ariko umwami w'i Babiloni azabibutse ubuhemu bwabo maze bafatwe.

29Ni cyo gitumye Nyagasani Uhoraho avuga ati 'Kubera ko mukomeza kunyibutsa ibyaha byanyu mumpemukira ku mugaragaro, mukagaragaza amafuti yanyu mu byo mukora byose, muzajyanwa bunyago kuko mutabinyibagije.'

30Naho wowe rero, mwami wa Israheli, uri umugome w'imburamumaro; igihe cyawe kirageze n'ubugome bwawe burarangiye.

31Dore Nyagasani Uhoraho aravuze ati 'Bazakwambura umutamirizo wo mu mutwe wawe, bakunyage ikamba maze byose bihinduke ukundi: ibyari biciye bugufi bizashyirwe ejuru, n'ibyari ejuru bicishwe bugufi.

32Uzahinduka amatongo, bagusenye usigare uri itongo! Yeruzalemu we, nguko uko nzakugenzereza mbere y'uko nyir'uguca urubanza aza maze nkarumwegurira.'»

### Igihano cy'Abahamoni

33Naho wowe rero, mwana w'umuntu, hanurira Abahomoni bagenzwa no gutukana, uti «Nyagasani Uhoraho aravuze ati 'Dore inkota iraje! Inkota yakuwe mu rwubati, yabanguriwe kwica, irarabagirana ngo itsembe kandi itere ibishashi!

34Mu gihe mwebwe mucyibeshya ngo murabonekerwa, mugihanuza abanyabinyoma, iyo nkota yiteguye gusogota abagome n'imburamumaro kuko igihe cyabo kigeze n'ubugome bwabo bukaba burangiye.

35Ngaho, nimusubize inkota zanyu mu rwubati, kuko nzabacira urubanza mugeze mu gihugu mukomokamo, aho mwaremewe.

36Nzakumariraho umujinya wanjye, nkurahurireho umuriro w'uburakari bwanjye maze nkugabize ibiganza by'abanyarugomo, ba kabuhariwe mu kurimbura.

37Muzatwika n'umuriro, amaraso yanyu azatembe rwagati mu gihugu, nta na kimwe muzasigazaho urwibutso, kuko jyewe, Uhoraho, ari ko mvuze!»

## Ezekiyeli 22

### Ibicumuro bya Israheli

1Uhoraho ambwira iri jambo, ati

2«Ni ko se, mwana w'umuntu, umugi umena amaraso ntukwiye kuwucira urubanza? Ngaho rero wumenyeshe amahano yose wakoze.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Uzawubwire uti 'Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Uragowe, wa mugi we, wowe umena amaraso iwawe nyirizina ugira ngo wihutishe igihe cyawe, ukaba warabarije ibigirwamana ku butaka bwawe ngo wiyanduze!

4Dore amaraso wamennye aragushinja, n'ibigirwamana wakoze byarakwanduje! Wihutishije utyo igihe cyawe, none wageze ku ndunduro y'imyaka wagombaga kumara. Ni cyo gitumye rero nkugize urw'amenyo mu banyamahanga, ugahinduka urwo baseka mu bihugu byose.

5Abari kure kimwe n'abari hafi yawe bazaguseka kuko izina ryawe ryasuzuguritse kandi ukaba wuzuyemo umuvurungano.

6Dore aho iwawe, ibikomangoma bya Israheli bishishikajwe no kumena amaraso, buri muntu akurikije uko imbaraga ze zingana.

7Iwawe barasuzugura ba se na ba nyina, barafata nabi umunyamahanga kandi bakarenganya imfubyi n'umupfakazi.

8Wakomeje gusuzugura ibintu byanjye bitagatifu, wandavuza n'amasabato yanjye.

9Iwawe hari ababeshyera abandi ngo babone uko bamena amaraso, bararira ku misozi bagakorera ibiterashozi rwagati muri wowe.

10Iwawe bambitse ubusa ba se, basagarira umugore ukiri mu mihango y'abakobwa.

11Um we muri mwe yakoranye ibiterashozi n'umugore wa mugenzi we, undi akorana amahano n'umukazana we, naho undi asagarira mushiki we basangiye se.

12Iwawe kandi barakira amaturo kugira ngo bamene amaraso, uguriza abandi ushaka inyungu kandi ukabaka urwunguko rurengeje urugero, wambura mugenzi wawe ku ngufu, ndetse nanjye ubwanjye uranyibagirwa. Uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze.

13Dore ngiye kukubanguriraho ukuboko, kubera uburiganya bwawe n'amaraso atemba rwagati muri wowe.

14Mbese ye, umutima wawe uzabasha kwihangana, n'ibiganza byawe bikomere, igihe nzaba nakwibasiye? Jyewe, Uhoraho, ndabivuze kandi nzabikora.

15Nzagukwiza imishwaro mu mahanga, ngutatanyirize mu bihugu bya kure, maze nzaguhanagureho ubwandure bwawe;

16uzandavuzwa mu maso y'amahanga kubera amafuti yawe, maze uzamenye ko ndi Uhoraho.'»

17Uhoraho ambwira iri jambo, ati

18«Mwana w'umuntu, kuri jye umuryango wa Israheli wahindutse nk'ubutare bwangiritse, bose babaye nka feza, umuringa, icyuma, porombi, itini; bahindutse

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nk'ubutare bwangiritse.

19Ni cyo gitumye Nyagasani Imana avuga ati 'Kubera ko mwese muri nk'ubutare bwangiritse, ngiye kubakorakoranyiriza rwagati muri Yeruzalemu.

20Nk'uko bakoranyiriza mu itanura rimwe feza, umuringa, icyuma, porombi n'itini kugira ngo babishongeshe, nanjye ni ko nzabakorakoranyiriza mu burakari bwanjye no mu mujinya wanjye, maze mbashongeshe.

21Nzabarunda hamwe mbatwikire mu muriro w'uburakari bwanjye, mbashongeshereze mu mugi rwagati.

22Uko bashongesha feza mu ruganda, namwe ni ko muzashongesherezwa rwagati mu mugi, bityo muzamenye ko ari jye Uhoraho, wabavunduriyeho uburakari bwanjye.»

23Uhoraho ambwira iri jambo, ati

24«Mwana w'umuntu, bwira Yeruzalemu uti 'Umeze nk'igitaka kitigeze imvura, habe n'urume, kubera uburakari bwanjye.

25Abatware bagutuye bameze nk'intare itontoma, itanyaguza umuhigo wayo; bariye rubanda, bigabiza ubukire n'ibintu by'agaciro, bakugwizamo abapfakazi.

26Abaherezabitambo baciye ku mategeko yanjye kandi bandavuza insengero zanjye; ntibagitandukanya ahatagatifu n'ahantu hasanzwe, kandi ntibakigisha kumenya gutandukanya icyahumanye n'ikitahumanye. Birengagije ku bwende bwabo amasabato yanjye, maze ndasuzugurika muri bo.

27Abatware bawe bameze nk'ibirura bitanyagura umuhigo wabyo, kandi baramena amaraso bicisha abantu ngo babasahure ibyabo.

28Abahanuzi bawe bababeshyeshya amabonekerwa yabo y'amafuti n'inyigisho zabo z'ibinyoma, bababwira ngo: Ni ko Nyagasani Imana avuze! kandi nta byo Uhoraho yigeze avuga.

29Abaturage b'igihugu bakabije urugomo n'uburiganya, bararenganya umukene n'umunyabyago, baragirira umunyamahanga urugomo nta burenganzira babifitiye.

30Nashatse umuntu n'umwe muri bo wasana inkike ngo ahagarare imbere yanjye mu cyuho, maze arwane ku gihugu cye ambuze kukirimbura, ariko naramubuze.

31Nuko bituma mbamariraho umujinya wanjye — uwo ni Nyagasani Imana ubivuze — mbatsembesha umuriro w'uburakari bwanjye mbahora iyo myifatire mibi yabo.'»

## Ezekiyeli 23

### Amateka ya Yeruzalemu na Samariya

1Uhoraho ambwira iri jambo, ati

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2«Mwana w'umuntu, kera habayeho abagore babiri bavaga inda imwe.

3Kuva mu bukumi bwabo, bombi bajya kuba indaya mu gihugu cya Misiri, abantu bakabakirigita, ari na ko bakorakora ku mabere yabo atigeze yonsa.

4Dore amazina y'abo bakobwa: uw'uburiza yitwaga Ohola , naho murumuna we akitwa Oholiba; nuko bombi baba abanjye bambyarira abahungu n'abakobwa. Dore rero icyo amazina yabo asobanura: Ohola ni we Samariya, Oholiba akaba Yeruzalemu.

5Nuko Ohola aba indaya aho kuba uwanjye, yishakira abakunzi mu Banyashuru,

6bakaba abasirikare bambaye imyambaro y'imihemba, abategetsi n'abanyacyubahiro, bose bakaba abasore bafite igikundiro, bakagendera ku mafarasi.

7Nuko arabiyegurira bose uko bari ingenzi mu Banyashuru, yagera ku bo yakunze bose akiyandurisha ibigirwamana byabo byose.

8Ariko ntiyigera areka uburaya bwe yari yaratangiriye mu Misiri igihe aryamanye n'abantu baho kuva mu bukumi bwe bagakorakora ku mabere ye atigeze yonsa kandi bakamuraruza ibiterashozi byabo.

9Ni cyo cyatumye mwegurira ibiganza by'abakunzi be b'Abanyashuru yari yarihebeye,

10ari na bo bamwambitse ubusa, bagafata abahungu be n'abakobwa be; na we ubwe bakamwicisha inkota. Nuko aba ikirangirire atyo mu bagore bose, kuko yari yaciriwe urumukwiye.

11Murumuna we Oholiba yarabyiboneye; nyamara kubera irari rikabije, uburaya bwe na we bwaje kuba bubi cyane kurusha ubwa mukuru we.

12Yiyeguriye Abanyashuru, bari abategetsi n'abanyacyubahiro, abasirikare bambaraga imyambaro y'akataraboneka bakagendera ku mafarasi, bakaba kandi bose abasore b'igikundiro.

13Nuko mbona ko na we yiyanduje, m'imyifatire yabo bombi ibaye imwe.

14Oholiba ndetse yarushijeho gukabya mu buraya bwe igihe abonye ibishushanyo by'abagabo b'Abakalideya byari bishushanyije mu ibara ritukura ku rukuta,

15bakenyeje imikandara, bafite ibitambaro mu mutwe kandi bameze bose nk'abarwanyi b'intwari. Byari ibishushanyo by'Abakalideya bakomokaga muri Kalideya.

16Nuko ababonye arabiyegurira, anabatumaho intumwa muri Kalideya.

17Abo Banyababiloni baramusanga baryamana na we ku buriri bw'ubugeni,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

barabuhindanya n'uburaya bwabo, ngo bamare kumwanduza arabazinukwa.

18Ariko yihambira ku buraya bwe akomeza kwiyambika ubusa; maze nanjye ndamuzinukwa nk'uko nabigenjeje kuri mukuru we.

19Yakomeje kugwiza uburaya bwe, yibuka igihe cy'ubukumi bwe ubwo yari indaya mu gihugu cya Misiri,

20kuko ari ho yatangiriye kurarikira abakunzi be bagurumanaga, irari bakaringanya n'indogobe n'amafarasi.

21Wishakiraga imyifatire nk'iyo mu bukumi bwawe, igihe wari mu Misiri, ubwo bagukorakoraga ku mabere, bakagukabakaba no mu gituza.

22Ni yo mpamvu, wowe Oholiba — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze — ngiye kuguteza abakunzi bawe wazinutswe, mbagukoranyirizeho baturutse impande zose:

23Abanyababiloni n'Abakalideya bose, ab'i Pekodi, ab'i Showa n'ab'i Kowa, hamwe n'Abanyashuru bose, ba basore b'igikundiro, abatware n'abanyacyubahiro, abarwanyi b'ibyamamare n'abagendera ku mafarasi.

24Bazagutera baguturutse mu majyaruguru ari ingabo zitagira ingano, bafite amagare n'intwaro nyinshi, bakugote impande zose bikingiye ingabo n'ingofero z'ibyuma. Nzabegurira urubanza rwawe, bazaruce bakurikije amategeko yabo.

25Nzabakugabiza mbitewe n'ishyari ngufitiye, bakurakarire, baguce izuru n'amatwi, n'abawe barokotse batsembeshwe inkota. Bazakunyaga abahungu n'abakobwa, abacitse ku icumu batwikwe n'umuriro.

26Bazakwambura imyambaro, bakunyage n'imitamirizo yawe.

27Nzasoza ntyo imyifatire yawe mibi n'uburaya watangiriye mu Misiri, ntuzongera kubireba ukundi kandi na Misiri ntuzigera uyibuka.

28Koko rero, Nyagasani Uhoraho avuze atya: Dore nkugabije ibiganza by'abo wanze n'abo wazinutswe.

29Bazakwanga urunuka, bakunyage n'ibyo waruhiye byose, bagusige amara masa; maze ikimwaro cy'uburaya bwawe, ubusambanyi bwawe n'imyifatire yawe mibi, kigaragare.

30Bazakugenza batyo kuko wigize indaya y'abanyamahanga, ukiyanduza n'ibigirwamana byabo.

31Wiganye imyifatire ya mukuru wawe, ni cyo gituma ngiye gushyira igikombecye mu biganza byawe.

32Dore uko Nyagasani Imana avuze:

'Uzanywa ku gikombe cya mukuru wawe, igikombe kinini kandi cyagutse, kizatuma

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

baguseka, banakunnyege, kubera ko kizaba gisendereye cyane,

33kizagutera ubusinzi n'umubabaro. Koko, ni igikombe giteye ubwoba kandi cy'ububabare, ari na cyo cya mukuru wawe Samariya !

34Uzakinywa, unakiranguze, hanyuma ukijanjaguze amenyo yawe, ibyo bijaju ubyishwanyurishe agatuza, kuko ari Nyagasani Imana ubivuze.'

35Ni yo mpamvu Nyagasani Imana avuze kandi ati «Kubera ko wanyibagiwe, ukananyirengagiza, ngaho nawe ikorere umutwaro w'ububi n'uburaya bwawe.»

36Nuko Uhoraho arambwira ati «Mwana w'umuntu, urashaka se gucira urubanza Ohola na Oholiba, no kubashinja amahano bakoze?

37Dore babaye indaya, ibiganza byabo bimena amaraso, basambana n'ibigirwamana byabo; naho abana bari barambyariye babatwikisha umuriro, barakongoka.

38Byongeye kandi, uwo munsi bahindanyije Ingoro yanjye, bandavuza n'amasabato yanjye.

39Bakimara kwica abana babo bakabatambira ibigirwamana byabo, bahise bajya guhindanya Ingoro yanjye. Ngibyo ibyo bakoreye mu Ngoro yanjye bwite.

40Si n'ibyo byonyine kandi, mwahamagaje abantu baturutse kure, mubatumyeho intumwa maze baraza. Ngo mubabone baje muriyuhagira, mwisiga mu maso, mushyiramo imitamirizo yanyu,

41mwicara ku buriri bw'icyubahiro maze imbere yabwo bahashyira ameza, muyaterekaho ububani bwanjye n'amavuta yanjye.

42Iwabo humvikanaga urusaku rw'imbaga nyamwinshi y'abantu batagize icyo bitayeho; bari benshi cyane bakabamo n'abantu b'abasinzi baturutse mu butayu, bambitse abo bagore bombi ibitare ku maboko n'ikamba ritagira uko risa ku mutwe wabo.

43Nuko ndibwira nti 'Bariya bagore basaziye mu busambanyi, baracyasambana na bo,

44bagakomeza kuza iwabo nk'abajya ku ndaya!' Nguko uko bajya kwa Ohola na Oholiba, abo bagore bandavuye!

45Nyamara ariko, abantu b'intungane bazabacira urubanza rukwiye abagore b'indaya n'abamena amaraso; kuko na bo ari indaya n'ibiganza byabo bikaba byarahindanyijwe n'amaraso.'»

46Nuko Nyagasani Uhoraho aravuga ati «Nibahamagaze igitero cy'abantu benshi, babahahamure umutima kandi babasahure;

47babatere amabuye kandi babicishe inkota, bice abahungu babo n'abakobwa babo, amazu yabo bayatwike.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

48Nzavana mu gihugu ububi bwacyokamye, nzaburire abagore bose bareke kuzongera gukurikiza imyifatire mibi yanyu.

49Bazabaryoza ubugiranabi bwanyu, mwikorere umutwaro w'ibyaha mwakoranye n'ibigirwamana byanyu, bityo muzamenye ko ndi Nyagasani Imana.»

## Ezekiyeli 24

### Umuhanuzi amenyesha ko Yeruzalemu yagoswe

1Nuko mu mwaka wa cyenda, ku munsi wa cumi w'ukwezi kwa cumi, Uhoraho ambwira iri jambo, ati

2«Mwana w'umuntu, andika itariki y'uyu munsi, kuko uyu munsi nyine umwami w'i Babiloni yateye Yeruzalemu.

3Cira uyu mugani iyo nyoko y'ibirara, ubabwire uti «Nyagasani aravuze ngo: Shyira inkono ku ziko , numara kuyishyiraho, uyisukemo amazi.

4Uyishyiremo intongo z'inyama, intongo zose z'akaguru n'iz'akaboko, wuzuzemo n'amagufa meza yose,

5uvanye ku itungo ryiza ryo mu bushyo bwawe. Hanyuma ushyire inkwi nyinshi mu ziko, ubicanire cyane bihinduke ikinyiga, ku buryo n'amagufa arimo yose, ari bushye agahwana.

6Ni koko, Nyagasani Uhoraho aravuze ati 'Uriyimbire, wa mugi we umena amaraso, wowe umeze nk'inkono yatoye ingese , n'izo ngese zikaba zitagishoboye kuyivaho! Aruramo inyama imwe imwe hatagombye ubufindo,

7kuko amaraso yawo wamennye awurimo rwagati, wayashyize ku rutare rw'umwiyanike, ntiwayasesa ku butaka ngo nibura uyazimanganye n'umukungugu.

8None kugira ngo uburakari bwanjye bwihembere nihorere, nashyize amaraso yawe ku rutare rw'umwiyanike, sinagira icyo nyatwikiriza.'

9Ni cyo gitumye Nyagasani Uhoraho avuze ati 'Uriyimbire, wa mugi we umena amaraso! Dore ngiye kurunda ikirundo kinini cy'inkwi.

10Ngaho rero egeranya inkwi maze ucane umuriro, uteke inyama, utegure n'ibiziryoshya, n'amagufa yose ashye ahwane.

11Tereka inkono irimo ubusa ku makara maze icamuke, kugira ngo umuringa ushye n'umwanda uyirimo ushonge, maze ingese zishye zikongoke.'

12Nyamara ariko, ingese zingana zityo ntizizakurwaho n'umuriro.

13Ubwandure bwawe ubuterwa n'ibibi ukora, kuko nashatse kuguhumanura ariko ukaba warabyanze. Ntuteze rero guhumanurwa kugeza ko nkumariraho uburakari bwanjye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14Jyewe Uhoraho nabivuze kandi nzabikora, ndetse nzabikora ubutisubiraho, sinzakugirira impuhwe cyangwa ngo nkubabarire, uzacirwa urubanza hakurikijwe imyifatire yawe n'ibikorwa byawe. Uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze.»

### Ibigeragezo by'umuhanuzi

15Uhoraho ambwira iri jambo, ati

16«Mwana w'umuntu, dore ngiye kukugwa gitumo nkwambure uwashimishaga amaso yawe, ariko rero ntuzaboroge, ntuzarire cyangwa ngo usuke amarira.

17Uzaganye bucece, ntuzajye mu cyunamo nk'uwapfushije; ahubwo uzatamirize igitambaro cyawe mu mutwe, wambare inkweto zawe mu birenge; ntuzipfuke ubwanwa kandi ntuzarye umugati uzaniwe n'abaturanyi.»

18Nabwiraga rubanda mu gitondo, nuko nimugoroba umugore wanjye arapfa, maze bukeye bw'uwo munsi mbigenza uko nari nategetswe.

19Nuko rubanda barambaza bati «Mbese ntiwadusobanuriza icyo ibyo ukora bishaka kuvuga?»

20Ndabasubiza nti «Uhoraho yantegetse kubwira umuryango wa Israheli, nti

21'Nyagasani Uhoraho aravuze ngo: Dore ngiye guhindanya Ingoro yanjye, yo yabateraga kwiratana imbaraga zanyu, ikaba ibyishimo by'amaso yanyu n'amizero y'imitima yanyu; maze abahungu banyu n'abakobwa banyu mwatereranye bazicishwe inkota.

22Ubwo rero namwe muzigana Ezekiyeli: ntimuzipfuka ubwanwa, ntimuzarya umugati muhawe n'abaturanyi,

23muzagumana ibitambaro byanyu mu mutwe n'inkweto zanyu mu birenge, ntimuzaboroga kandi ntimuzarira. Muzacika intege kubera ibicumuro byanyu, buri muntu aganye kubera ibyago bya mugenzi we.

24Ezekiyeli azababera ikimenyetso, naho mwebwe muzakora nk'ibyo yakoze. Nuko igihe ibyo bizaba byabaye, muzamenye ko ndi Nyagasani Imana.'

25Nawe rero, mwana w'umuntu, umunsi nzaba nabanyaze ibyabateraga imbaraga, imirimbo ibanezeza, ibishimisha amaso yabo, amizero y'imitima yabo, abahungu babo n'abakobwa babo,

26uwo munsi nyine, uzacika ku icumu wese azakugeraho akuzaniye ayo makuru.

27Uwo munsi kandi, umunwa wawe uzabumbuka kugira ngo wigishe uzaba yacitse ku icumu. Uzavuga kandi ntuzongera ukundi kuba ikiragi; uzababera ikimenyetso maze bazamenye ko ndi Uhoraho.»

## Ezekiyeli 25

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# IBYO UHORAHO ABWIRA AMAHANGA

## Ibyabwiwe Abahamoni

1Uhoraho ambwira iri jambo, ati

2«Mwana w'umuntu, hindukirira Abahamoni maze ubahanurire ibiberekeyeho.

3Uzababwire uti 'Dore Nyagasani Uhoraho aravuze ngo nimutege amatwi ijambo rye.
Kubera ko mwishongoye ku Ngoro yanjye, mukavuga ngo 'Awa' igihe yandavujwe,
mukishongora ku gihugu cya Israheli igihe bakiyogoje, no ku muryango wa Yuda
ubwo ujyanywe bunyago;

4ngiye kubagabiza abantu b'iburasirazuba bace ingando iwanyu, maze bahature. Ni
bo bazarya imbuto zanyu, banywe n'amata yari ayanyu.

5Raba nzayigira igikingi cy'ingamiya, imigi y'Abahamoni nyihindure ibiraro
by'amatungo, maze muzamenye ko ndi Uhoraho.'

6Dore Nyagasani Uhoraho aravuze ati 'Kubera ko mwakomye mu mashyi kandi
mukabyina, mukishimana agasuzuguro ku gihugu cya Israheli;

7ngiye kubibasira, mbagabize amahanga abasahure; mbatsembe mu miryango kandi
mbarimbure no mu bindi bihugu; mbatsiratsize maze muzamenye ko ndi Uhoraho!»

## Ibyabwiwe Mowabu

8Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Kubera ko abantu b'i Mowabu n'ab'i Seyiri
bavuze bati «Umuryango wa Yuda wahindutse nk'andi mahanga yose',

9ngiye gutsemba imigi ya Mowabu, nyirimbure mpereye ku myiza cyane nka
Betiyeshimoti, Behalimewoni na Kiriyatayimu.

10Nzayihera abantu b'iburasirazuba bayiture nk'uko bigaruriye Abahamoni,
bizatume abo Bahamoni batongera kwibukwa ukundi mu yandi mahanga.

11Mowabu nzayicira uruyikwiye, maze bazamenye ko ndi Uhoraho.»

## Ibyabwiwe Edomu

12Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Kubera ko Edomu yihoreye ku muryango wa
Yuda, ikihamya ityo icyaha;

13jye Nyagasani Uhoraho, ngiye kwibasira Edomu, maze nyimare ku bantu no ku
matungo. Nzayihindura amatongo kuva i Temani kugera i Dedani, bamarwe n'inkota.

14Ubwanjye nzahora Edomu mbigirishije ikiganza cya Israheli umuryango wanjye;
bazayigirire nabi bakurikije uburakari bwanjye n'umujinya wanjye, maze
bazamenye ko ari jye wihoreye. Uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze.

## Ibyabwiwe Abafilisiti

15Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Kubera ko Abafilisiti bihoreye, bakabigirana

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

agasuzuguro bashaka gusenya ku mpamvu y'urwango rw'akarande;

16jye, Nyagasani Uhoraho, ngiye kwibasira Abafilisiti, ntsembe Abakereti, ndimbure n'abasigaye mu batuye ku nkengero y'inyanja.

17Nzihorera bikomeye mbahanisha ibihano bikaze, maze bazamenye ko ndi Uhoraho, igihe nzaba maze kubahana, nihorera.

## Ezekiyeli 26

### Ibyabwiwe Tiri

1Nuko mu mwaka wa cumi n'umwe, ku munsi wa mbere w'ukwezi, Uhoraho ambwira iri jambo, ati

2«Mwana w'umuntu, kubera ko Tiri yishongoye kuri Yeruzalemu, ivuga ngo: Awa! Urangarukiye, wa mugi wari ihuriro ry'amahanga! kandi n'ubukire bwawo burayoyotse,

3ni cyo gitumye Nyagasani Uhoraho avuga ati 'Dore ngiye kukwibasira, wowe Tiri, ngiye kuguteza amahanga menshi, akwiroheho nk'uko inyanja ivubura imivumba yayo.

4Bazasenya inkike za Tiri, bahirike iminara yayo, nanjye nzakubure umukungugu wabyo, mpahindure urutare rw'umwiyanike.

— 5Izaba nk'imbuga banikaho inshundura rwagati mu nyanja uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze kandi arabihamya — izaba umunyago w'amahanga.

6Abakobwa bayo bari mu gasozi bazicishwa inkota, maze bazamenye ko ndi Uhoraho.'

7Koko Nyagasani Uhoraho aravuze ati 'Dore i Tiri mpohereje Nebukadinetsari, umwami wa Babiloni n'umwami w'abami, ahatere aturutse mu majyaruguru, afite amafarasi, amagare y'intambara, ingabo n'imbaga nyamwinshi y'abantu.

8Abakobwa bawe bari mu gasozi azabicisha inkota, azagukikiza imikingo miremire, akurundeho n'imigina y'ibitaka, akuzengurutseho n'urukuta rwo kwikingira.

9Inkike zawe azazisenyesha ingiga zikoze nk'ubuhiri, iminara yawe ayirimbuze intwaro ze.

10Amafarasi ye atagira ingano azagutumuriraho umukungugu ukurengeho, inkike zinyeganyezwe n'urusaku rw'amafarasi, n'urw'amagare yabo igihe bazaba binjira mu marembo, nk'uko biroha mu mugi baciyemo icyuho.

11Amafarasi ye azangiza imihanda yawe n'ibinono byayo, abantu bawe azabicishe inkota, arimbure n'inkingi zawe zikomeye.

12Bazakunyaga ibyo wari utunze, basahure n'ibicuruzwa byawe, bazasenya inkike


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

zawe, n'amazu yawe meza bayarimbagure, amabuye n'ibiti bikubatse babirohe mu mazi, ndetse n'ishingwe ryose.

13Nzazibya abaririmbaga basakuza, n'ijwi ry'inanga zawe ntirizongera kumvikana ukundi.

14Nzakugira urutare rw'umwiyanike, nguhindure imbuga banikaho inshundura, maze we kuzongera kubakwa bibaho. Uwo ni Uhoraho ubivuze kandi arabihamya!»

### Amaganya atewe n'ukurimbuka kwa Tiri

15Dore Nyagasani Uhoraho arabwira Tiri, ati «Aho ibirwa ntibizahinda umushyitsi, nibiramuka byumvise urusaku rw'ukurimbuka kwawe n'imiborogo y'inkomere zawe, n'amarorerwa y'ubwicanyi mu nkike zawe?

16Abami bose baturiye inyanja bazava ku ntebe zabo, bakuremo ibishura byabo, biyambure n'imyambaro yabo itatse. Bazatahwa n'ubwoba bicare hasi, batengurwe ubutitsa kandi bagwe mu kantu kubera ibikubayeho.

17Bazatera indirimbo y'amaganya bagira bati 'Dore ishyano re! Warimbutse wiroha mu nyanja, wa mugi w'icyamamare, nyamara wari igikomerezwa ku nyanja, wo n'abaturage bawo, ugakwiza iterabwoba mu bihugu byose.'

18Koko rero ibirwa birahinda umushyitsi ku munsi w'ukurimbuka kwawe, n'ibirwa byo mu nyanja bihagaritse umutima kubera itsiratsizwa ryawe.'

19Koko Nyagasani Uhoraho aravuze ati «Igihe nzaba nakurimbuye umeze nk'imigi itagituwe, nzaguteza imivumba n'amazi menshi bikurengeho,

20nguhirikire mu rwobo uhasange abagiyeyo mbere, nzagutuza ikuzimu mu matongo ya kera, ubane n'abapfuye, kugira ngo utazagaruka ukongera gutura mu gihugu cy'abazima.

21Nzaguhindura ikintu giteye ubwoba kandi ntuzongera kubaho ukundi. Bazagushakashaka, ariko ntibazongera kukubona ukundi. Uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze.»

## Ezekiyeli 27

### Andi maganya atewe n'ukurimbuka kwa Tiri

1Uhoraho ambwira iri jambo, ati

2«Nawe rero, mwana w'umuntu, ririmbira Tiri indirimbo y'amaganya.

3Uzabwire Tiri uti 'Wowe wubatswe ku masangano y'inyanja, ukaba iguriro ry'amahanga n'ibirwa bitabarika, dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Tiri, wowe wiratagaa uvuga ngo «Meze nk'ubwato bw'akataraboneka!»

4Imipaka yawe yageraga mu nyanja rwagati; abubatsi bawe baragutatse ubwiza

buhebuje.

5Impande zawe zose zubatswe n'imbaho zabajwe mu mizonobari y'i Seniri. Muri wowe hagati bahashinze inkingi ndende yatoranyijwe mu masederi yo muri Libani.

6Ingashya zawe zari zarabajwe mu mishishi y'i Bashani, naho abasare bawe bakicara ku ntebe zakozwe mu masederi yo mu birwa by'Abakitimu, ziriho imitako yabajwe mu mahembe y'inzovu.

7Imyenda ya hariri yo mu Misiri itatseho imirimbo ni yo wagize ibendera n'amahema yawe, ubishumika ku nkingi ngo bihuhwe n'umuyaga; naho ibicuruzwa byawe ukabitwikiriza ay'umuhemba n'umutuku wakuye mu birwa bya Elisha.

8Tiri we, abaturage b'i Sidoni n'i Arubadi barakugashyaga, maze abanyabwenge bawe bakakubera abasare.

9Abakuru b'i Gebali n'abanyabukorikori baho, babaga bari aho ngo bagusane aho wangiritse. Amato yose yo mu nyanja n'abasare bayo, babaga iwawe bazanywe n'ubucuruzi.

10Abo mu Buperisi, ab'i Ludi n'ab'i Puti bari abarwanyi b'intwari mu ngabo zawe, bagashyingura iwawe ingabo n'ingofero zabo z'ibyuma, byaguheshaga ishema.

11Abantu b'i Arubadi bahoraga bakikije inkike zawe, Abanyagemadi bakarinda iminara yawe. Bamanikaga ingabo zabo ku nkike zawe, bityo bakarushaho kunoza ubwiza bwawe.

12Ab'i Tarishishi baguranye nawe ibyiza byinshi, baguha imitwaro ya feza, ibyuma, itini na porombi.

13Yabani, Tubali, na Mesheki mwarahahiranaga, bakuzaniraga abacakara n'ibintu byacuzwe mu muringa, bakabigurana ibicuruzwa byawe.

14Abantu b'i Betitogaruma baguhaga amafarasi y'intambara n'inyumbu,

15ab'i Dedani na bo mugahahirana; n'abo mu birwa bitabarika bari abaguzi bawe, bakakwishyura amahembe y'inzovu n'ibiti by'ubwoko.

16Abantu b'i Aramu na bo baguranaga nawe ibintu kubera ko wari utunze ibintu byinshi; bakaguha amabuye y'agaciro n'imyenda y'imihemba, ibintu bitatse amabara n'ubudodo bunoze, ibirezi n'inigi zibengerana.

17Yuda n'igihugu cya Israheli na bo mwarahahiranaga, bakakuzanira ingurane y'ingano z'i Miniti, uburo n'ubuki, amavuta n'imibavu.

18Ab'i Damasi baguranye ibintu nawe, kubera ko wari ukize, utunze ibintu by'amoko yose, bakuzaniraga divayi y'i Heliboni n'ubwoya bw'intama z'i Sahari.

19Abantu b'i Wedani n'ab'i Yabani, kuva Uzeli, baguhaga ibintu bicuzwe mu byuma n'ibiti by'imibavu;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

20ab'i Dedani bakakugurishaho imyenda isaswa ku mafarasi.

21Arabiya yose n'ibikomangoma byose by'i Kedari, na bo bari abaguzi bawe bakakwishyura abana b'intama, amapfizi y'intama n'amasekurume y'ihene.

22Abacuruzi b'i Sheba n'ab'i Rama mwarahahiranaga, ibicuruzwa byawe bakabigurana imibavu ihumura neza, amabuye y'agaciro y'ubwoko bwose ndetse na zahabu.

23Abantu b'i Harani, ab'i Kane n'ab'i Edeni, abacuruzi b'i Sheba, ab'i Ashuru n'ab'i Kilimadi, bose bahahiranaga nawe.

24Bacuruzaga mu masoko yawe imyambaro y'igiciro, ibishura by'imihemba n'imitako myinshi, imyenda y'amabara menshi n'ibiziriko bikomeye.

25Amato y'i Tarishishi yogogaga inyanja ajyanye ibicuruzwa bikugenewe, nawe ubwawe wari nk'ubwato mu nyanja rwagati, wuzuye ibicuruzwa kandi unaremerewe.

26Abasare bawe bagushoye mu mazi magari, umuyaga w'iburasirazuba ugusandariza mu nyanja nyirizina.

27Ubukire bwawe, ibicuruzwa byawe n'ibindi bintu wari wikoreye, abasare n'abatware bawe, abasannyi n'abacuruzi bawe, abasirikare n'abagenzi bose utwaye, bagiye kurokera mu nyanja ku munsi w'ukurohama kwawe!

28Ubwo inkombe zihinde umushyitsi, zumvise induru y'abasare bawe.

29Nuko abashinzwe kugashya bose bururuke mu mato yabo, mbese abasare bose bambukaga inyanja bigumire imusozi.

30Dore baratera hejuru bakuririra, baraboroga cyane bababaye. Baritumurira umukungugu mu mutwe, maze bakigaragura mu ivu.

31Bariharanguza kubera wowe, bakenyere n'ibigunira, umubabaro wabo ubateye kukuririra, baraboroga bikabije.

32Mu kababaro kabo n'agahinda bafite baracura imiborogo, bakakuririra bagira bati

'Ni nde wari ukwiriye kugereranywa na Tiri, iyo yabaga iri mu nyanja rwagati?'

33Iyo wabaga womokanye ibicuruzwa byawe, wahazaga amahanga atagira ingano, ubukire bwawe bwinshi n'ibyo utunze, bigakungahaza abami b'isi.

34None dore wajanjaguriwe n'imivumba mu mazi magari, imitwaro yawe n'abagenzi birohamana nawe.

35Abatuye ibirwa bakutse umutima kubera ibikubayeho, abami babo batashywe n'ubwoba, barasuhererwa.

36Abacuruzi b'amahanga baragukubitira akavugirizo, kuko wahindutse ikintu giteye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ubwoba, kandi ukaba utazongera kubaho ukundi.»

## Ezekiyeli 28

### Ibyabwiwe umwami w'i Tiri

1Uhoraho ambwira iri jambo, ati

2«Mwana w'umuntu, bwira icyo gikomangoma cy'i Tiri, uti 'Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Kubera ko umutima wawe wirase, ukaba waravuze ngo: Ndi imana, nganje mu nyanja rwagati; nyamara kandi uri umuntu nturi Imana, n'ubwo wigereranya n'Imana bwose.

3Wigize umuhanga utambutse Daneli, dore ngo ko nta banga ujya uyoberwa.

4Kubera ubuhanga n'ubwenge ufite, wagwije umutungo, zahabu na feza ubihunika mu bubiko bwawe.

5Ubwenge bwawe n'ubucuruzi, byatumye wongera umutungo wawe, maze ubukire bwawe butera umutima wawe kwikuza!

6Ni yo mpamvu Nyagasani Uhoraho avuze ati 'Kuko wigereranyije n'Imana,

7ngiye kuguteza abanyamahanga b'ababisha kurusha abandi. Bazakura inkota barwanye ubwo buhanga bwawe, icyubahiro cyawe bagihindanye.

8Bazakuroha mu rwobo, maze upfire rubi mu nyanja nyirizina.'

9Uzongera se uvuge ngo: Ndi Imana, igihe abishi bawe bazaba bagusatiriye? Oya da! Nturi Imana, ahubwo uri umuntu, ndetse uri mu maboko y'abagusogota.

10Uzapfa urw'abatagenywe ugwe mu maboko y'abanyamahanga, kuko jyewe Uhoraho ari ko navuze.'»

### Amagorwa azagwirira umwami w'i Tiri

11Uhoraho ambwira iri jambo, ati

12«Mwana w'umuntu, ririmba indirimbo y'amaganya yerekeye umwami w'i Tiri. Uzamubwire uti 'Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Wahoze uri intangarugero mu butungane, wuje ubuhanga, ukagira n'ubwiza buhebuje,

13ugatura muri Edeni, ubusitani bw'Imana. Wari wisesuyeho igishura gitatse amabuye y'agaciro: irya sarudoni, topazi, diyama, kirisolite, na onigisi, irya yasipi, safiri, malakita na emerodi; ingoma n'imyirongi byawe bitatswe na zahabu, ibyo byose byarateguwe umunsi w'iremwa ryawe.

14Wowe wari umukerubimu urambuye amababa, naragushyiriyeho kuba umurinzi. Wari ku musozi mutagatifu w'Imana, ukagenda rwagati mu makara agurumana.

15Imyifatire yawe iba intangarugero kuva ukiremwa, kugeza ubwo utahuwemo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ubwo bugome.

16Kubera imihihibikano y'ubucuruzi bwawe, wigwijemo ubugome n'ibyaha; ni bwo nguhanantuye hejuru y'umusozi w'Imana, nkugira igicibwa, wowe, mukerubimu nari narashyiriyeho kuba umurinzi, nkwirukana rwagati mu makara agurumana.

17Ubwiza bwawe bwaguteye kwirata, ubwamamare bwawe bukuyobya ubwenge; ubwo mpera ko nkwesa hasi, ngutangaza imbere y'abami ngo bagushungere.

18Kubera ibyaha byawe byinshi n'ubucuruzi bwawe bwuje uburiganya, wandavuje amasengero yawe. Ni cyo cyatumye nguhemberamo umuriro, urashya urakongoka, nguhindura ivu ku isi mu maso y'abakurebaga bose.

19Amahanga yose yari akuzi yakutse umutima, kubera ko wahindutse ikintu giteye ubwoba, kandi ukaba utazongera kubaho ukundi!'»

### Ibyabwiwe Sidoni

20Uhoraho ambwira iri jambo, ati

21«Mwana w'umuntu, hindukirira Sidoni maze uyihanurire ibiyerekeyeho.

22Uzayibwire uti 'Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Dore ngiye kukwibasira, wowe Sidoni, iwawe ni ho ngiye guherwa ikuzo. Bazamenya ko ndi Uhoraho, ubwo nzacira Sidoni uruyikwiye, nkayerekaniraho ubutungane bwanjye.

23Nzayiteza icyorezo, amayira yayo atembemo amaraso. Abantu bazagwa mu mugi rwagati, bishwe n'inkota ziturutse impande zose, maze bamenyereho ko ndi Uhoraho.'

### Israheli ihumurizwa

24Umuryango wa Israheli ntuzongera kugira amahwa n'imifatangwe bihanda, biturutse mu bayikikije bayisuzugura; maze bazamenye ko ndi Uhoraho.

25Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Igihe nzakoranya umuryango wa Israheli mbavanye mu mahanga batataniyemo, nzagaragariza muri bo ubutungane bwanjye mu maso y'amahanga; bazature ku butaka nahaye Yakobo, umugaragu wanjye.

26Bazahatura mu ituze, biyubakire amazu batere n'imizabibu, maze bibereho mu mutekano. Icyo gihe ababakikije bose banabasuzugura nzabacira urubakwiye, maze bamenyereho ko ndi Uhoraho, Imana yabo.»

## Ezekiyeli 29

### Ibyabwiwe Misiri

1Mu mwaka wa cumi, ku munsi wa cumi n'ibiri w'ukwezi kwa cumi, Uhoraho ambwira iri jambo, ati

2«Mwana w'umuntu, hindukirira Farawo, umwami wa Misiri; umuhanurire

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ibimwerekeyeho, we n'igihugu cye cya Misiri.

3Mubwire uti 'Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Dore ngiye kukwibasira, Farawo, mwami wa Misiri, wowe umeze nk'ingona nyamunini, irambaraye rwagati mu nzuzi zawe, ukaba waravuze uti

'Uruzi rwa Nili ni urwanjye bwite, ni jye warwihangiye.'

4Ngiye kuzirika imikwege ku nzasaya zawe, amafi y'inzuzi zawe nyakomekeho, ngukure mu nzuzi zawe, n'amafi yazo yose uko yakabaye, akometseho,

5nkunage mu butayu n'amafi y'inzuzi zawe zose, uzagwe ku gasi ubutagira ukuraruza cyangwa uguhamba. Nzakugabiza inyamaswa zo ku isi n'ibisiga byo mu kirere,

6nuko Abanyamisiri bazamenye ko ndi Uhoraho: bo Israheli yishingikirijeho bakayibera nk'inkoni y'urubingo,

7bayifata ikabavunikira mu ntoki, ikabahinguranya urutugu; bayicumba ikavunagurika, igatuma bacika umugongo.'»

8Ni cyo gitumye Nyagasani Uhoraho avuga ati «Dore nguterereje inkota kugira ngo ikumare ku bantu no ku matungo.

9Igihugu cya Misiri nzagihindura ubutayu n'amatongo, maze bazamenye ko ndi Uhoraho kuko wavuze ngo 'Uruzi rwa Nili ni urwanjye bwite, ni jye warwihangiye.'

10Kuva ubu rero ndakwibasiye wowe n'inzu zawe: igihugu cya Misiri nzagihindura amatongo n'ubutayu, uhereye i Migidoli ukagera i Siyeni no ku rugabano rwa Kushi.

11Nta kirenge cy'umuntu cyangwa urwara rw'inyamaswa bizongera kuhakandagira, igihugu kizamare imyaka mirongo ine yose kidatuwe.

12Igihugu cya Misiri nzagihindura ubutayu rwagati mu bindi bihugu byayogojwe; imigi yacyo nyihindure amatongo hagati y'indi migi yashenywe, igihe cy'imyaka mirongo ine yose. Abanyamisiri nzabatatanyiriza mu mahanga, mbakwize imishwaro mu bindi bihugu.

13Koko rero Nyagasani Uhoraho aravuze ati 'Nyuma y'imyaka mirongo ine, nzakorakoranya Abanyamisiri mbavane mu mahanga bari batataniyemo;

14nzagarura Abanyamisiri bari bajyanywe bunyago, mbatuze bundi bushya mu gihugu cya Patorosi, ari cyo gihugu cyabo kavukire, maze bashinge ingoma yoroheje.

15Misiri izaba igihugu cy'intege nke kurusha ibindi byose, kireke kuzongera guhagurukira amahanga. Nzagicisha bugufi kugira ngo kitazava aho cyongera gushikamira amahanga ukundi.

16Ntikizongera kwiringirwa n'umuryango wa Israheli, kuko byawibutsa ikosa wagize igihe wisunze Misiri; bityo bazamenye ko ndi Nyagasani Uhoraho'»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17Nuko mu mwaka wa makumyabiri n'irindwi, ku munsi wa mbere w'ukwezi kwa mbere, Uhoraho ambwira iri jambo, ati

18«Mwana w'umuntu, Nebukadinetsari, umwami wa Babiloni, yagabye igitero gikomeye, agambiriye gutera Tiri. Imitwe y'ingabo ze zose yamyotseho imisatsi n'intugu zose zirakobagurika; nyamara ari we ari n'ingabo ze, icyo gitero yagabye muri Tiri nta n'umwe cyagize icyo kimarira.

19Ni cyo gitumye Nyagasani Uhoraho avuga, ati 'Dore igihugu cya Misiri nkeguriye Nebukadinetsari, umwami wa Babiloni. Azakinyaga ubukire bwacyo, agitware iminyago, ibyo azagisahura byose bizabe igihembo cy'ingabo ze.

20Mugabiye igihugu cya Misiri ho ingororano y'umuruho azaba yagize — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze — kuko ari jye bazaba bakoreye.

21Uwo munsi nzagoborera umuryango wa Israheli ububasha bukomeye, hanyuma nawe, mwana w'umuntu, nguhe ubushobozi bwo kuvugira rwagati muri bo; maze bazamenye ko ndi Uhoraho.'»

## Ezekiyeli 30

### Umunsi Uhoraho azibasira igihugu cya Misiri

1Uhoraho ambwira iri jambo, ati

2«Mwana w'umuntu, hanura maze uvuge uti 'Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Nimuboroge muvuga muti 'Mbega umunsi!'

3Kuko umunsi wegereje, umunsi w'Uhoraho ukaba uri hafi. Uzaba umunsi ubuditse ibihu, icyo gihe amahanga azaba asakiwe.

4Inkota izayogoza Misiri, igihugu cya Kushi kizashya ubwoba, igihe intumbi zizaba zararikwa mu Misiri, bakayinyaga ubukire bwayo n'imfatiro zayo zikarimburwa.

5Kushi, Puti na Ludi, Arabiya yose, Kubi n'abatuye ibihugu byunze ubumwe bose bazicishwa inkota.

6Dore uko Uhoraho avuga: Abari bashyigikiye Misiri bazacisha make, ubwirasi bushingiye ku mbaraga buyoyoke; guhera i Megidoli kugeza i Siyeni — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze — bazashirira ku nkota.

7Bazarimburwa kimwe n'ibihugu byarimbuwe, imigi yabo ibarirwe mu yasenyaguritse.

8Nuko bazamenye ko ndi Uhoraho, ubwo nzateza Misiri inkongi y'umuriro, n'abayishyigikiye bose nkabahashya.

9Uwo munsi, nzohereza itumwa mu mato, zijye guhungabanya umutekano muri Kushi; abayituye bazashya ubwoba, kuri uwo munsi wa Misiri. Ni koko kandi, ngibi


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

biregereje!

10Dore uko Nyagasani Uhoraho avuga: Nzatsemba imbaga y'Abanyamisiri mbigirishije ukuboko kwa Nebukadinetsari, umwami wa Babiloni.

11We n'abantu be b'ababisha kurusha andi mahanga, bazazanwa no kuyogoza igihugu. Bazakura inkota barwanye Misiri, igihugu bacyuzuzemo intumbi.

12Nzakamya inzuzi za Misiri, igihugu nkigurishe n'abagome; ntsembe igihugu n'ibyo gitunze byose mbigirishije ukuboko kw'abanyamahanga. Jyewe Uhoraho ndabivuze.

13Dore uko Nyagasani Uhoraho avuga: Ngiye gutsemba burundu ibigirwamana, mvaneho ibishushanyo by'i Nofu; ndetse nta n'igikomangoma kizongera kubaho ukundi mu gihugu cya Misiri. Ngiye guteza ubwoba igihugu cya Misiri.

14Nzayogoza Patorosi, Sowani nyiteze inkongi y'umuriro, naho umugi wa No nywucire uruwukwiye.

15Nzamarira uburakari bwanjye kuri Sini, ikigo gikomeye cyo mu Misiri; nzatsembe n'imbaga itabarika yo muri uwo mugi wa No.

16Igihugu cya Misiri nzagiteza inkongi y'umuriro; i Sini bagire umubabaro ukomeye, umugi wa No nywucemo icyuho, naho Nofu amazi ayisenderemo.

17Abasore b'i Oni n'i Pibezeti bazicishwa inkota, n'imigi ubwayo izatwarwe bunyago.

18I Tafunesi umuseke ntuzakeba, igihe nzaba nakuyeho uburetwa bwa Misiri, n'ubwibone baterwa n'imbaraga zayo bukarangira. Igicu kizayibundikira, maze abakobwa bayo bajyanwe bunyago.

19Nguko uko nzacira Misiri uruyikwiye, maze bazamenye ko ndi Uhoraho.»

20Nuko mu mwaka wa cumi n'umwe, ku munsi wa karindwi w'ukwezi kwa mbere, Uhoraho ambwira iri jambo, ati

21«Mwana w'umuntu, navunaguye ukuboko kwa Farawo, umwami wa Misiri, none dore nta n'umwe watekereje komora igikomere cye ngo agipfuke, kugira ngo nibura yongere kugira imbaraga zo kurwanisha inkota.

22Ni cyo gitumye Nyagasani Uhoraho avuga ati 'Dore ngiye kwibasira Farawo, umwami wa Misiri, muvunagure amaboko yombi, ukwari kuzima kimwe n'ukwavunitse, maze muteshe inkota iri mu kiganza cye, yiture hasi.

23Abanyamisiri nzabatatanyiriza mu mahanga, mbakwize imishwaro mu bindi bihugu.

24Nzakomeza amaboko y'umwami w'i Babiloni, nshyire inkota yanjye mu kiganza cye. Nzavunagura amaboko ya Farawo maze azacure umuborogo boshye ujya gupfa.

25Nzakomeza amaboko y'umwami w'i Babiloni, naho aya Farawo azacike intege;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bityo bazamenye ko ndi Uhoraho, igihe nzaba nashyize inkota yanjye mu biganza by'umwami w'i Babiloni, akayibangura ngo arwanye igihugu cya Misiri.

26Abanyamisiri nzabatatanyiriza mu mahanga, mbakwize imishwaro mu bindi bihugu, maze bazamenye ko ndi Uhoraho.'»

## Ezekiyeli 31

### Farawo agereranywa n'igiti cy'isederi

1Mu mwaka wa cumi n'umwe, ku munsi wa mbere w'ukwezi kwa gatatu, Uhoraho ambwira iri jambo, ati

2«Mwana w'umuntu, bwira Farawo, umwami wa Misiri, n'imbaga y'abantu be, uti

'Nakugereranya n'iki se mu buhangange bwawe?

3Dore rwose umeze nk'isederi yo muri Libani, ifite amashami meza nk'ishyamba ricucitse, ikaba ndende n'ubushorishori bwayo bugakabakaba ku bicu.

4Imvura yatumye ikura, amazi azamuka mu butaka ayiha gusagamba, igihe atembesha inzuzi mu mpande zayo zose, akohereza imigezi mu biti byose byo mu gasozi.

5Ni cyo cyatumye ikura, igasumbya uburebure ibindi biti byo mu gasozi, imicwira yayo ikagwira n'amashami yayo akiyongera, irasagamba, ibikesheje ko yahaze amazi.

6Inyoni zose zo mu kirere zarikaga mu mashami yayo, inyamaswa z'ishyamba zikabyarira mu nsi yayo, igicucu cyayo kikugamisha abantu batagira ingano.

7Iyo sederi yari yizihije kubera ubunini bwayo n'uburebure bw'amashami yayo; kuko yashoreraga imizi yayo mu mazi menshi.

8Nta yindi ihwanye na yo mu masederi yo mu busitani bw'Imana, n'imizonobari ntiyagereranywaga n'amashami yayo. Imyerezi ubwayo nta ho yari ihuriye n'ibishami byayo, nta n'igiti na kimwe cyo mu busitani bw'Imana, cyari gihwanyije na yo ubwiza.

9Nari narayitatse nyihundazaho amababi, bituma ibiti byose byo muri Edeni, ari bwo busitani bw'Imana, biyigirira ishyari.'

10None rero, dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Iyo sederi, ari yo mwami wa Misiri, yarakuze, iratumbagira ubushorishori bwayo bukabakaba hejuru mu bicu, umutima wayo wiratana iyo ndeshyo.

11Ni yo mpamvu nayizibukiriye, nyigabiza umutware w'amahanga, kugira ngo ayigirire ibikwiranye n'ubugome bwayo, kuko nayirukanye.

12Nuko abanyamahanga, abanyarugomo kurusha andi mahanga yose, barayitema maze bayisiga aho barigendera. Amababi yayo anyanyagira ku misozi no mu bibaya

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

byose; amashami yayo avunagurikira mu mihora yose y'igihugu, abantu bose bazibukira igicucu cyayo, barayihunga.

13Inyoni zose zo mu kirere zatururiye ku bisigazwa byayo, inyamaswa z'ishyamba ziribata amashami yayo.

14Nuko rero, ntihazagire igiti na kimwe cyegereye amazi cyongera kureshya gityo, ntihazagire icyongera kugeza ubushorishori bwacyo mu bicu, cyangwa ngo igiti cyavomerewe cyongere kugira uburebure bureshya butyo; kuko byose byagenewe gupfa bikajya mu kuzimu, bigasanga abarambitswe mu rwobo.

15Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Umunsi iyo sederi imanukira ikuzimu, maze nkayifungiranira mu nyenga, nategetse isi yose kujya mu cyunamo. Nahagaritse inzuzi ntizongera gutemba, n'amazi menshi arakama. Libani yacuze umwijima ku mpamvu y'iyo sederi, n'ibiti byose byo mu gasozi biruma kubera yo.

16Mu rusaku rw'ukurimbuka kwayo nahungabanyije amahanga, igihe nyihananturiye ikuzimu ngo ihasange abarambitswe mu rwobo. Igeze mu kuzimu, ibiti byose byahoze muri Edeni byari byarayihabanjirije, kimwe n'ibiti byose by'intoranywa byahoze muri Libani bikahuhirirwa, byose byarahumurijwe.

17Nuko n'inkomoko yayo, yari yarugamye mu gicucu cyayo mu yandi mahanga, na yo imanukira ikuzimu isanga abicishijwe inkota.

18Nakugereranya rero n'ikihe giti mu byo muri Edeni, cyagera ku ikuzo ryawe n'ubuhangange bwawe? Nyamara wahananturiwe ikuzimu hamwe n'ibiti byo muri Edeni, ujya rwagati mu batagenywe, none dore urambaraye hamwe n'abicishijwe inkota. Nguko uko byagendekeye Farawo n'imbaga ye yose. Uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze.»

## Ezekiyeli 32

### Farawo agereranywa n'ingona

1Mu mwaka wa cumi n'ibiri, ku munsi wa mbere w'ukwezi kwa mbere, Uhoraho ambwira iri jambo, ati

2«Mwana w'umuntu, ririmbira Farawo, umwami wa Misiri, indirimbo y'amaganya. Uzamubwire utya: Wari nk'icyana cy'intare mu maso y'amahanga, wari umeze nk'ingona mu mazi magari, wakinira mu nzuzi zawe, amazi ukayatera hejuru n'amaguru yawe, maze yose ukayahindura imivumba.

3None rero Nyagasani Uhoraho aragira ati 'Nzagutega umutego wanjye amahanga menshi yakoranye, maze bazagukurubanire muri uwo mutego wanjye.

4Nzakuroha ku butaka, nkujugunye ku gasi; nzakumanuriraho ibisiga byose byo mu kirere, nkugaburire inyamaswa zose zo ku isi zihage.

5Nzanika inyama zawe ku misozi, ibibaya mbyuzuze ibisigazwa byawe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6Igihugu kizuhirwa amaraso akuvamo nk'imivu, azatembe ku misozi, maze asendere mu mikokwe.

7Igihe uzaba umaze kuzima, nzatwikira ijuru nzimye n'inyenyeri, izuba nzaritwikiriza ibicu, n'ukwezi koye kuzongera kumurika ukundi.

8Nzazimya ibinyarumuri byose byo mu kirere ku mpamvu yawe, igihugu cyawe ngiteze umwijima w'icuraburindi. Uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze.

9Nzashavuza imitima y'abantu b'amoko menshi igihe nzakurimburira mu mahanga, no mu bihugu utigeze umenya.

10Nzatera amahanga menshi gukuka umutima ku mpamvu yawe n'abami bayo bashye ubwoba, igihe nzaba mbanguye inkota yanjye mu maso yabo. Bazahinda umushyitsi ubudatuza kuri uwo munsi w'ukurimbuka kwawe, buri muntu arwana ku magara ye ;

11kuko Nyagasani Uhoraho avuze ati 'Inkota y'umwami w'i Babiloni izagukurikirana.

12Abantu bawe batagira ingano nzabarimbuza inkota y'intwari ku rugamba, ari bo banyarugomo kurusha andi mahanga ; bazacishe bugufi ubwirasi bwa Misiri n'abantu bayo bose bazabatsembe.

13Nzatsemba amatungo yose ya Misiri ari ku nkombe z'amazi magari; bityo nta kirenge cy'umuntu cyangwa ikinono cy'amatungo kizongera kuyavurunga ukundi.

14Nuko rero nzahe amazi yayo gutuza, inzuzi zayo nzihe gutemba zinyerera nk'amavuta. Uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze.

15Igihe igihugu cya Misiri nzaba nagihinduye ubutayu kizamburwa ibyo cyari gitunze, n'igihe nzarimbura abagituye bose, ni bwo bazamenya ko ndi Uhoraho.'

16Ngiyo indirimbo y'amaganya izaririmbwa n'abakobwa bo mu mahanga; bakazayiririmba baganya kubera Misiri n'imbaga yayo yose. Uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze.»

### Farawo amanurirwa ikuzimu

17Nuko mu mwaka wa cumi n'ibiri, ku munsi wa cumi n'itanu w'ukwezi kwa mbere, Uhoraho ambwira iri jambo, ati

18«Mwana w'umuntu, ngaho boroga: uririre imbaga ya Misiri, ufatanyije n'abakobwa bo mu mahanga, maze mubamanurire ikuzimu. Dore nzahababamanurira, basangeyo abandi bose barambitswe mu rwobo.

19Yemwe, mbaga ya Misiri, mwikwibwira ko hari icyo murusha andi mahanga! Ngaho rero, manuka urambarare hamwe n'abatagenywe,

20rwagati mu bicishijwe inkota. Bakuye inkota mu rwubati, ikubita Misiri hamwe n'imbaga yayo yose.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

21Iyo ngiyo ikuzimu abari intwari zikomeye, bazabwira Farawo bati 'Wowe n'abafasha bawe nimumanuke, murambarare hamwe n'abatagenywe bicishijwe inkota.'

22Dore umwami wa Ashuru, hamwe n'ingabo ze zose zikikije imva ye, bose bicishijwe inkota.

23Imva ye bayicukuye mu rwobo rurerure, ingabo ze zirayikikiza. Mbega ngo barazira inkota, kandi ari bo bakwizaga iterabwoba mu gihugu cy'abazima!

24Dore n'umwami wa Elamu hamwe n'abantu be bakikije imva ye, bose bicishijwe inkota. Abo batagenywe bamanukiye ikuzimu, kandi ari bo bakwizaga iterabwoba mu gihugu cy'abazima; none barahasangirira ikimwaro n'abandi barambitswe mu rwobo.

25Dore n'umwami wa Elamu, hamwe n'imbaga ye ikikije imva ye, bose bicishijwe inkota. Abo batagenywe bamanukiye ikuzimu kandi ari bo bakwizaga iterabwoba mu gihugu cy'abazima; none barahasangirira ikimwaro n'abandi barambitswe mu rwobo, bashyirwa hagati y'izo ntumbi.

26Dore umwami wa Mesheki n'uwa Tubali n'imbaga zabo zose zikikije imva zabo. Abo bose ni abatagenywe bazize inkota, kuko bakwije iterabwoba mu gihugu cy'abazima.

27Ntibarambaraye hamwe n'intwari za kera, zo zamanukiye ikuzimu zitwaje intwaro, zigasegurwa inkota zazo, zigasasirwa ingabo zazo, kuko iterabwoba ryari rikiri ryose mu gihugu cy'abazima.

28Naho wowe uzatsembwa, urambarare hagati mu batagenywe bicishijwe inkota.

29Dore na Edomu, abami bayo n'ibikomangoma byayo byose; n'ubwo bari intwari bwose, ngaba na bo bashyizwe mu bicishijwe inkota. Barambaraye mu batagenywe, hamwe n'abamanukira mu rwobo.

30Dore n'ibikomangoma byose byo mu majyaruguru, Abanyasidoni bose bamanukanye n'abishwe kubera iterabwoba ryaturukaga ku mbaraga zabo. Abo batagenywe bakozwe n'isoni, barambaraye mu bicishijwe inkota, kandi bajyanye n'ikimwaro cyabo hamwe n'abamanukira mu rwobo.

31Farawo rero, azabitegereza ahumurizwe no kubona iyo mbaga.

32Koko kandi, Farawo n'ingabo ze zose bazicishwa inkota, bazamurambika mu batagenywe, hamwe n'abicishijwe inkota. Uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze.»

## Ezekiyeli 33

### IGIHE CY'IFATWA RYA YERUZALEMU NANYUMA YARYO

**Imana ishinga Ezekiyeli kuburira Israheli (reba na 3,17–21)**

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1Uhoraho ambwira iri jambo, ati

2«Mwana w'umuntu, noneho abo mu muryango wawe, uzababwire utya: Iyo hari igihugu nteje inkota, abantu baho bafata umwe muri bo bakamushinga kureba ko hari uza,

3iyo abonye inkota ije iteye igihugu avuza ihembe kugira ngo aburire rubanda.

4Nihagira uwumva iryo hembe ariko ntaryiteho hanyuma inkota ikaza ikamwica, amaraso y'uwo muntu ni we ubwe azabarwaho.

5Yumvise ihembe rivuga ariko ntiyaryitaho; none amaraso ye azamubarwaho. Nyamara uwaryumvise akanaryitaho, uwo yakijije ubugingo bwe.

6Ariko niba ushinzwe kuburira rubanda yabonye inkota ije ntavuze ihembe, rubanda ntirubimenye, maze inkota ikahagera ikica umwe muri bo, uwo muntu azapfa azize ikosa ry'umurinzi, azabe ari we uryozwa amaraso ya mugenzi we.

7Nawe rero, mwana w'umuntu, nagushyiriyeho kuburira umuryango wa Israheli. Igihe uzaba wumvise ijambo rivuye mu kanwa kanjye, ujye ubaburira mu kigwi cyanjye.

8Ndamutse mbwiye umugome nti 'Wa mugome we, ugiye gupfa', naho wowe ntumuburire ngo ahindure imyifatire ye, uwo mugome azapfa azize ikosa rye, kandi ni wowe nzaryoza amaraso ye.

9Ariko nuramuka umuburiye, ntazibukire imyifatire ye mibi ngo ahinduke, uwo mugome azapfa azize icyaha cye, naho wowe uzaba ukijije ubugingo bwawe.»

## Umugome ugarukiye Imana, azabaho

10Nuko rero, mwana w'umuntu, ubwire umuryango wa Israheli, uti «Mukunda gusubira muri aya magambo ngo: Ibicumuro byacu biradushikamiye, bigatuma turimbuka; ubu se, twashobora kubaho dute ?'

11Babwire ko mbirahiye ubugingo bwanjye — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuzenta bwo njya nishimira urupfu rw'umugome, ahubwo nishimira ko yahinduka akazibukira imyifatire ye mibi, kugira ngo abone kubaho. Nimuhinduke rero muzibukire iyo nzira mbi yanyu! Ni kuki se mwarinda gupfa, muryango wa Israheli?»

12Nuko rero, mwana w'umuntu, ubwire abo mu muryango wawe, uti «Uko ubutungane bw'intungane butazayikiza ku munsi yacumuye, ni ko n'ubugiranabi bw'umugome butazamwicisha, umunsi azaba yahindutse akazibukira ubugiranabi bwe. Intungane ntizongera kubeshwaho n'ubutungane bwayo ku munsi izaba yacumuye.

13Ndamutse mbwiye intungane nti 'Uzabaho', ariko we kubera kwiringira ubwo butungane bwe agakora ikibi, ubwo butungane bwe ntibuzongera kwibukwa ukundi, ahubwo azapfa azize ikibi icyo ari cyo cyose azaba yakoze.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14Ariko nimbwira umugome nti 'Uzapfa', maze akazibukira ibyaha bye kandi agakurikiza amategeko n'ubutungane,

15agasubiza icyo yahaweho ingwate, akagarura icyo yibye, agakurikiza amategeko atanga ubugingo ntasubire gukora ikibi ukundi, azabaho ntateze gupfa.

16Nta cyaha mu byo yakoze kizibukwa, ahubwo azabaho kuko yakurikije amategeko n'ubutabera.

17Abo mu muryango wawe baravuga bati 'Imigenzereze ya Nyagasani ntitunganye.' Nyamara, imigenzereze yanyu ni yo idatunganye.

18Umuntu w'intungane ateshwa ubutungane bwe agakora ikibi, agapfa kubera ibyo.

19Umugome na we nazibukira ubugiranabi bwe, agakurikiza amategeko n'ubutungane, ibyo bizatuma abaho.

20Naho mwebwe muravuga ngo 'Imigenzereze ya Nyagasani ntitunganye!' Muryango wa Israheli, nzacira buri muntu urubanza nkurikije imyifatire ye!»

## Ifatwa ry'umugi

21Mu mwaka wa cumi n'umwe, ku munsi wa gatanu w'ukwezi kwa cumi tujyanywe bunyago, umuntu wacitse ku icumu aza ansanga aturutse i Yeruzalemu, maze arambwira ngo «Umugi warafashwe.»

22Ku mugoroba wabanzirizaga umunsi uwo muntu yajeho, ikiganza cy'Uhoraho kikaba kiranshikamiye, nuko mu gitondo mbere y'uko wa wundi angeraho, Uhoraho ambumbura umunwa, maze umunwa wanjye urabumbuka sinongera kuba ikiragi ukundi.

## Igihugu kiyogozwa

23Nuko Uhoraho ambwira iri jambo, ati

24«Mwana w'umuntu, abatuye ku butaka bwa Israheli, abari muri ayo matongo, baravuga bati 'Abrahamu yari wenyine igihe agabiwe iki gihugu; none turi benshi, ni twebwe twagihaweho umurage.'

25Babwire rero uti 'Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Muraryana inyama n'amaraso yazo, murubura amaso mukitegereza ibigirwamana byanyu, mukamena amaraso, none ngo muzatunga iki gihugu?

26Mwishingikiriza inkota zanyu, mugakora amahano, buri wese akagundira umugore wa mugenzi we, none ngo muzatunga iki gihugu?

27Bawire ibi ngibi: Nyagasani Uhoraho aravuze ati 'Mbirahiye ubugingo bwanjye, abo bakiri mu matongo bazicishwa inkota, uri mu gasozi nzamugabize inyamaswa zimutanyaguze, naho abari mu bihanamanga no mu buvumo bazatsembwe n'ibyorezo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

28Igihugu nzagihindura ubutayu, maze ubwo bwirasi muterwa n'imbaraga mufite burangirire aho. Imisozi ya Israheli izayogozwa kandi nta n'uzongera kuhanyura ukundi.

29Bityo bazamenye ko ndi Uhoraho, igihe nzahindura igihugu ubutayu ku mpamvu y'amahano yose bakoze.'

### Inkurikizi z'iyi nyigisho

30None rero, mwana w'umuntu, dore abo mu muryango wawe aho bahagaze iruhande rw'inkike no ku miryango y'amazu, bariho baraganira ibyawe. Umwe arabwira undi, buri muntu akabwira mugenzi we ati 'Nimuze twumve ijambo riturutse kuri Uhoraho.'

31Nuko bakagusanga ari imbaga, umuryango wanjye ukicara imbere yawe, bagatega amatwi amagambo yawe, ariko ntibayakurikize. Ibyo bashyize imbere ni ibinyoma biri mu kanwa kabo, n'umutima wabo ukihambira ku rwunguko ruturutse ku buriganya.

32Bategа amatwi amagambo yawe nk'aho wabaye umuririmbyi wagoroye ijwi ucuranga indirimbo z'urukundo; naho kuyakurikiza ibyo ntibabiranganwa.

33Nyamara, igihe ibyo bizaba byageze — kandi dore biraje — ni bwo bazamenya ko muri bo higeze kuba umuhanuzi.»

## Ezekiyeli 34

### Ibyabwiwe abashumba ba Israheli

1Uhoraho ambwira iri jambo, ati

2«Mwana w'umuntu, hanurira abashumba ba Israheli ibiberekeyeho. Bahanurire ubabwira uti 'Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Bariyimbire abo bashumba ba Israheli biragira ubwabo! Mbese ye, ubundi abashumba ntibagomba gukenura ubushyo?

3None mwebwe murinywera amata, murambara imyambaro y'ubwoya bw'intama, mukibagira iz'imishishe kurusha izindi, ariko ntimwite ku matungo.

4Intama zinanutse ntimwazondoye, iyari irwaye ntimwayivura cyangwa ngo mwomore iyakomeretse. Ntimwagaruye iyari yatannye, ngo mushakashake iyazimiye; ahubwo mukazishorerana ubugome n'umwaga.

5Zaratatanye kuko nta mushumba, zihinduka umuhigo w'inyamaswa z'ishyamba kuko zatatanyijwe.

6Dore amatungo yanjye arangara ku misozi yose n'ahantu hose hirengeye ; yakwiriye imishwaro mu gihugu cyose, nta n'umwe uyitaho, nta n'uwaruhije ayashakashaka.

7None rero, mwa bashumba mwe, nimutege amatwi ijambo ry'Uhoraho.


© 2012, Bible Society of Rwanda.

8Mbirahiye ubugingo bwanjye — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze — kubera ko amatungo yanjye yatejwe abashimusi, agahinduka umuhigo w'inyamaswa z'ishyamba kuko nta mushumba afite, abashumba banjye ntibite ku matungo yanjye, bakiragira ubwabo aho kuragira amatungo yanjye;

9nimwumve noneho, mwa bashumba mwe, ijambo ry'Uhoraho!

10Nyagasani Uhoraho aravuze ngo: Dore ngiye kwibasira abo bashumba, nzabanyaga amatungo yanjye kandi kuva ubu mbabuze kundagirira, bityo na bo baherukire aho kongera kwiragira ubwabo. Nzavana intama zanjye mu kanwa kabo, ntibazongera kuzirya ukundi.»

11Koko Nyagasani Uhoraho aravuze ati «Dore jye ubwanjye ngiye gukenura amatungo yanjye kandi nyiteho.

12Uko umushumba yita ku matungo ye igihe aba ari hagati y'intama zibyagiye, nanjye ni ko nzita ku ntama zanjye, nzivane ahantu hose zatatanirijwe ku munsi w'ibihu n'umwijima.

13Koko, nzazivana mu gihugu zari zirimo, nzikoranye nzivanye mu bihugu by'amahanga, maze nzigarure ku butaka bwazo. Nzaziragira ku misozi ya Israheli, mu mibande no mu turere twose dutuwe tw'igihugu.

14Nzaziragira mu rwuri rutoshye, maze imisozi isumbya iyindi uburebure ya Israheli, ibe ikiraro cyazo. Ni ho zizaruhukira mu kiraro cyiza; zizarishe ubwatsi butoshye bwo ku misozi ya Israheli.

15Ni jye ubwanjye uziragirira intama zanjye — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuzejye nzazibyagiza ziruhuke.

16Nzashakashaka iyazimiye, ngarure iyari yatannye, iyakomeretse nyomore, naho iyari irwaye nyondore, ibyibushye ikanagira ubuzima bwiza nkomeze kuyitaho. Nzaziragira zose nkurikije ubutabera.

17Naho mwebwe rero, ntama zanjye, nimwumve uko Nyagasani Uhoraho avuze: Dore ngiye gukiranura inyagazi n'izindi ntama, nkiranure amapfizi y'intama n'amasekurume.

18Bite se? Ntimwanyuzwe no kurisha mu rwuri rutoshye, ahubwo munyukanyuka ubwatsi busigaye! Ntimwanyuzwe no kunywa amazi y'urubogobogo, ahubwo n'asigaye muyatobesha ibinono byanyu!

19Ubwo se murabona ko intama zanjye ari zo zigomba kurisha ubwatsi mwanyukanyutse, zikanywa n'amazi ibinono byanyu byatobye?

20Kubera iyo mpamvu rero, Nyagasani Uhoraho aravuze ati 'Ngaha nje gukiranura intama z'imishishe n'izinanutse.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

21Ubwo mwihaye kubyiga no gutera igitugu, intama zose zinanutse mukazitsimbisha amahembe, mukageza n'aho muzisuka hanze zigatatana,

22ngiye kuza gukiza intama zanjye kugira ngo zitazongera gushimutwa bibaho; ngiye gukiranura inyagazi n'izindi ntama.'

23Abo mu bushyo bwanjye nzababonera umushumba mbamushinge abaragire; umugaragu wanjye Dawudi ni we uzabaragira, ababere umushumba.

24Jyewe Uhoraho, nzababera Imana, naho umugaragu wanjye Dawudi abe igikomangoma rwagati muri bo. Nguko uko jye Uhoraho mbivuze.

25Nzagirana na bo isezerano ry'amahoro, nzirukane inyamaswa z'inkazi mu gihugu. Bazatura mu butayu nta mpungenge, biryamire no mu mashyamba.

26Nzabatuza impande z'umusozi wanjye, nzagushe imvura igihe cyayo maze bazayibonereho umugisha.

27Ibiti mu murima bizera imbuto zabyo, ubutaka butange umusaruro; bazabeho mu mutekano ku butaka bwabo. Bityo bose bazamenya ko ndi Uhoraho, igihe nzaba naciye ingoyi zabo, nkabagobotora mu biganza by'ababishaga agahato.

28Ntibazongera ukundi kuba umunyago w'amahanga, n'inyamaswa zo mu gihugu ntizizongera kubarya bibaho, maze bazibereho mu ituze nta kibakanga.

29Nzabaha imirima izwiho kurumbuka, ntibazongera ukundi kwicirwa n'inzara mu gihugu, kandi ntibazongera gutukwa n'abanyamahanga.

30Nuko bazamenye ko ari jye Imana yabo nkabana na bo — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze — banamenye ko n'ab'inzu ya Israheli bose ari umuryango wanjye.

31Namwe rero, ntama zanjye, muri ishyo ry'abantu niragirira — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze — maze jye nkaba Imana yanyu.»

## Ezekiyeli 35

### Ibyabwiwe imisozi ya Edomu

1Uhoraho ambwira iri jambo, ati

2«Mwana w'umuntu, hindukirira imisozi ya Seyiri maze uyihanurire ibiyerekeyeho.

3Uzayibwire uti 'Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Ngaha ndakwibasiye, wowe musozi wa Seyiri, nkuramburiyeho ikiganza cyanjye nzaguhindure ubutayu.

4Imigi yawe nzayihindura amatongo, nawe ubwawe uzahinduke ubutayu, maze umenye ko ndi Uhoraho.

5Ntiwigeze uhwema kwanga Abayisraheli urunuka, ahubwo wabamariye ku nkota umunsi w'amakuba yabo, babonyeho igihano gikaze.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6Kubera iyo mpamvu — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze — ndahiriye ko ngiye kukuvusha amaraso kandi akazagukurikirana, kuko wayakunze azakwibasira.

7Umusozi wa Seyiri nzawuhindura ubutayu kandi nywubuze kugendwa.

8Imisozi yawe nzayararikaho intumbi; abantu bazagwe ku mirenge yawe, mu mibande no mu mihora yawe yose bazize inkota.

9Nzaguhindura ubutayu budatuwe iteka ryose, imigi yawe ntizongera guturwa ukundi, maze muzamenye ko ndi Uhoraho.

10Kubera ko wavuze uti 'Amahanga yombi n'ibyo bihugu byombi ngiye kubyigarurira bizabe ibyanjye' kandi Uhoraho ahibereye,

11mbirahiye ubugingo bwanjye — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze — nzakugenzereza uko wabagenjereje, nkwiture uburakari n'ishyari wabagiriye, ubitewe n'urwango wari ubafitiye. Nzimenyekanisha mu gihugu cyawe igihe nzaba nguhana,

12maze uzamenye ko jye, Uhoraho, numvise ibitutsi watutse imisozi ya Israheli, ugira uti 'Yahindutse amatongo, turayihawe ngo tuyirimbagure!'

13Agasuzuguro wanyeretse karakabije, n'amagambo atagira ingano mwamvuze byose narabyumvise.

14Dore rero uko Nyagasani Uhoraho avuze: Kubera ko mu gihugu cyawe bishimye batyo bagakabya, wowe nzaguhindura ubutayu.

15Mbese nk'uko washimishijwe no kubona umurage wa Israheli urimburwa, nanjye nzakugenzereza ntyo ! Nzaguhindura ubutayu, wowe musozi wa Seyiri, kimwe na Edomu yose uko yakabaye, maze muzamenye ko ndi Uhoraho.'»

## Ezekiyeli 36

### Isezerano ryagiriwe imisozi ya Israheli

1Nuko rero, mwana w'umuntu, hanurira imisozi ya Israheli, uyibwire uti «Misozi ya Israheli, nimutege amatwi iri jambo Uhoraho abagezaho:

2Ni koko umwanzi yabishongoyeho agira ati 'Awa! Ngaha ya misozi miremire kuva kera turayigaruriye!'

3Kubera ibyo, mwana w'umuntu, hanura noneho uti 'Yemwe, misozi ya Israheli, nimutege amatwi iri jambo Nyagasani Uhoraho abafitiye. Barabayogoje, mutangatangwa impande zose, mwigarurirwa n'amahanga yose n'abantu baho babishongoraho.

4Imisozi n'imirenge yanyu, hamwe n'imihora n'ibibaya, byahindutse amatongo, imigi ntigituwe kandi amahanga ayikikije yarayisahuye, ayihindura urw'amenyo.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Ni yo mpamvu, jyewe Nyagasani Uhoraho, mbirahijwe n'uburakari bungurumanamo, ko ngiye kwibasira ya mahanga yandi na Edomu yose uko yakabaye, bo bansuzuguye bakishimira kwigabiza igihugu cyanjye, ngo bakigarurire, banagisahure.

6Kubera iyo mpamvu rero, hanura ku byerekeye ubutaka bwa Israheli. Uzabwire imisozi n'imirenge, imihora n'ibibaya, uti 'Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze. Mbitewe n'uburakari bungurumanamo, ndavuze nti 'Kubera ko mwatutswe n'amahanga,

7jyewe Nyagasani Uhoraho, ndabyiyemeje kandi mbirahiye manitse ukuboko: amahanga abakikije na yo azakorwa n'ikimwaro!'

8Mwebwe rero, misozi ya Israheli, mugiye kugaba amashami maze murumbuke imbuto zigenewe umuryango wanjye Israheli, kuko uri hafi kugaruka.

9Dore nje mbasanga, ndabagarukiye, mugiye guhingwa mubibweho imbuto.

10Ngiye kubagwizaho abantu, maze umuryango wa Israheli ubakwireho wose uko wakabaye. Imigi izongera iturwe n'amatongo yubakwe.

11Nzabagwizaho abantu n'amatungo, bizagwire kandi byororoke. Nzabaha guturwaho nka mbere, mbagirire neza kurusha hambere, maze muzamenye ko ndi Uhoraho.

12Nzatuma ubutaka bwanyu bwongera gukandagirwaho n'abantu, ari bo umuryango wanjye Israheli; muzabe isambu yabo n'umurage wabo, kandi ntimuzongera kubacuza abana babo ukundi.

13Dore uko Nyagasani Uhoraho avuga: Kubera ko bakuvuze nabi ngo 'Israheli ni igihugu kirya abantu, gihekura abagituye',

14noneho ntuzongera gukenya abantu — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze — ngo uhekure abagutuye.

15Sinzatuma wongera gutukwa n'amahanga, cyangwa ngo usekwe n'indi miryango — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze — kandi ntuzongera guhekura ukundi abagutuye.»

16Nuko Uhoraho ambwira iri jambo, ati

17«Mwana w'umuntu, abo mu muryango wa Israheli bari batuye igihugu cyabo, bacyandurishije imyifatire yabo n'ibikorwa bibi byabo; mbese rwose imyifatire yabo imbere yanjye, yari imeze nk'ubwandure bw'umugore wahumanye.

18None rero, ngiye kubamariraho uburakari bwanjye, mbaryoza amaraso bamennye mu gihugu, kimwe n'ibigirwamana bacyandurishije.

19Nabatatanyirije mu mahanga, mbakwiza imishwaro mu bindi bihugu. Nabaciriye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

urubanza nkurikije imyifatire yabo n'ibikorwa byabo.

20Umuryango wanjye wagiye mu mahanga, ugezeyo wandavuza izina ryanjye ritagatifu, bituma babataramiraho bavuga ngo 'Uyu ni umuryango w'Uhoraho, ariko bavuye mu gihugu cye.'

21Nyamara nagiriye izina ryanjye ritagatifu, ari ryo umuryango wa Israheli wandavurije mu mahanga wajemo.

22Ngaho rero, bwira umuryango wa Israheli uti 'Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Ibyo byose si mwe mbigirira, muryango wa Israheli, ahubwo ndagirira izina ryanjye ritagatifu mwandavurije mu mahanga mwajemo.

23Nzakuza izina ryanjye ry'ikirangirire mwandavurije muri ayo mahanga — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze — maze amahanga azamenye ko ndi Uhoraho, nimara kugaragariza muri mwe ubutungane bwanjye, babyirebera n'amaso yabo.

24Nzabavana mu mahanga, mbakorakoranye, mbavane mu bindi bihugu, maze nzabagarure ku butaka bwanyu.

25Nzabuhagiza amazi asukuye maze mube abasukure; mbahanagureho ubwandure bwanyu bwose muce ukubiri n'ibigirwamana byanyu byose.

26Nzabaha umutima mushya, mbashyiremo n'umwuka mushya. Mu mubiri wanyu, nzakuramo umutima w'ibuye, nshyiremo umutima wumva.

27Nzabuzuzamo umwuka wanjye, mbatere gukurikiza amategeko yanjye, mwubahirize amabwiriza yanjye.

28Muzatura igihugu nahaye abakurambere banyu, mumbere umuryango nanjye mbe Imana yanyu.

29Nzabakiza ubwandu bwanyu bwose. Nzameza ingano kandi nzigwize, sinzongera kubicisha inzara ukundi.

30Nzagwiza imbuto z'ibiti n'umusaruro wo mu mirima, kugira ngo amahanga atazongera kubannyega ngo muhorana inzara.

31Ubwo rero, muzibuka ko mwari mwarayobye mugakora nabi, bibatere namwe ubwanyu kwizinukwa kubera amakosa yanyu n'amahano mwakoze.

32Mubimenye neza — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze — ko atari mwebwe ngirira; ahubwo nimugire isoni, muryango wa Israheli, kandi mumwazwe n'iyo myifatire yanyu.»

33Nyagasani Uhoraho aragira ati «Umunsi nzabahanaguraho ibyaha byanyu byose, imigi yanyu nzayiha kongera guturwa, n'amatongo yayo yubakwe bundi bushya.

34Ubutaka bwari bwarayogojwe buzongera guhingwa, aho kuba ubutayu mu maso y'abahisi n'abagenzi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

35Ibyo bizabatera kuvuga bati 'Iki gihugu cyari kimaze igihe ari ubutayu, none dore ni nk'ubusitani bwa Edeni; imigi yari amatongo, yarashenywe irarimburwa, none bayigize ibigo bikomeye kandi bituwe.'

36Ubwo uzaba yarokotse mu mahanga abakikije, azamenya ko ari jye Uhoraho wongeye kubaka ibyari byasenyutse, nkongera no gutera imbuto ahari hagizwe ubutayu. Ni jye Uhoraho ubivuze, kandi ndabikoze.»

37Nyagasani Uhoraho arongeye aravuze ati «Dore n'ibindi nzakora: nzareka umuryango wanjye unshakashake kugira ngo ngire icyo nywumarira, maze nzabahe kugwira nk'ishyo rigizwe n'abantu.

38Koko bazaba nk'ishyo ry'amatungo yanyeguriwe, mbese nk'ishyo rikoraniye i Yeruzalemu ku minsi y'amateraniro yabo. Nguko uko imigi yanyu yari amatongo izuzuzwamo inteko z'abantu, maze bazamenye ko ndi Uhoraho.»

## Ezekiyeli 37

### Ezekiyeli abonekerwa. Umugani w'amagufa yumiranye

1Ububasha bw'Uhoraho bunzaho, antwarisha umwuka we maze angeza rwagati mu kibaya cyari cyuzuyemo amagufa.

2Nuko anzengurukana muri icyo kibaya aho yari akikije hose, maze nsanga ayo magufa ari menshi cyane, kandi yarumye rwose.

3Uhoraho arambaza ati «Mwana w'umuntu, aya magufa se yabasha kongera kuba mazima ?» Ndamusubiza nti «Nyagasani Uhoraho, ni wowe wabimenya.»

4Arambwira ati «Ngaho hanurira aya magufa maze uyabwire uti 'Yemwe mwa magufa yumiranye mwe, nimutege amatwi ijambo ry'Uhoraho.

5Dore uko Nyagasani Uhoraho ababwiye: Ngiye kubashyiramo umwuka maze mwongere mubeho.

6Ngiye kubateraho imitsi, mbashyireho inyama, mboroseho uruhu, mbashyiremo umwuka maze mubeho; bityo muzamenye ko ndi Uhoraho.'»

7Ubwo ndahanura nk'uko nari nabitegetswe. Igihe ndiho mpanura, ako kanya numva urusaku, ayo magufa arakorakorana, rimwe rikegera irindi.

8Ngo ndebe mbona imitsi iyafasheho, inyama zirayatwikira n'uruhu rurayorosa, ariko nta mwuka wari urimo.

9Nuko arambwira ati «Ngaho, mwana w'umuntu, hanura, uhanurire umwuka. Wubwire uti 'Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Wa mwuka we, turuka mu mpande zose uko ari enye, uhuhere kuri iyi mirambo maze yongere ibeho.'»

10Igihe ndiho mpanura nk'uko nabitegetswe, umwuka uza muri ya mirambo, yongera

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kugira ubuzima, nuko barahaguruka biremamo igitero kinini cyane.

11Hanyuma arambwira ati «Mwana w'umuntu, ayo magufa ni umuryango wa Israheli wose. Ngabo baravuga bati 'Amagufa yacu yarumiranye, nta cyizere tugifite, turashize.'

12Ni yo mpamvu rero ugomba guhanura, ubabwira uti 'Dore ibyo Nyagasani Uhoraho avuze. Ngiye gukingura imva zanyu nzabavanemo, mwebwe muryango wanjye, maze nzabagarure ku butaka bwa Israheli.

13Muzamenya ko ndi Uhoraho, mwebwe muryango wanjye, ubwo nzaba nakinguye imva zanyu nkazibavanamo.

14Nzabashyiramo umwuka wanjye mubeho, kandi mbatuze ku butaka bwanyu; bityo muzamenye ko ari jye Uhoraho wabivuze kandi nkabikora. Uwo ni Uhoraho ubivuze.'»

### Yuda na Israheli bizahinduka igihugu kimwe

15Uhoraho ambwira iri jambo, ati

16«None rero, mwana w'umuntu, fata akabaho maze wandikeho uti 'Yuda, n'Abayisraheli bahatuye.' Ufate n'akandi wandikeho uti 'Yozefu (ari we Efurayimu), n'umuryango wose wa Israheli uhatuye.'

17Nurangiza wegeranye utwo tubaho twombi, maze uduhuze, tube nk'aho ari urubaho rumwe mu kiganza cyawe.

18Nuko abo mu muryango wawe, nibaramuka bakubajije bati 'Ntiwatuburira se icyo ibyo bisobanura?'

19Uzabasubize uti 'Nyagasani Uhoraho aravuze ngo: Dore ngiye gufata akabaho ka Yozefu (ari we Efurayimu), hamwe n'imiryango ya Israheli bari kumwe, nkegeranye n'aka Yuda mbikoremo urubaho, rube rumwe rukumbi mu kiganza cyanjye.'

20Igihe uzaba ufashe mu kiganza cyawe utwo tubaho twombi wanditseho ayo mazina bose babyirebera,

21uzababwire uti 'Dore ibyo Nyagasani Uhoraho avuze: Ngiye gushaka Abayisraheli, mbavane mu mahanga bari barajyanywemo. Ngiye kubakorakoranya baturuke impande zose, maze mbagarure ku butaka bwabo.

22Nzabagira umuryango umwe mu gihugu no mu misozi ya Israheli, bazagira umwami umwe ubategeka bose, ubutazongera ukundi kwigabanyamo imiryango ibiri cyangwa se ibihugu bibiri.

23Ntibazongera kwiyandurisha ibigirwamana byabo, ibiterashozi byabo ndetse n'ibicumuro byabo. Nzabakiza ubuhemu bagize, mbasukure bazabe umuryango wanjye, nanjye mbe Imana yabo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

24Umugaragu wanjye Dawudi azababera umwami; bazagire umushumba umwe, bubahirize amabwiriza yanjye n'amategeko yanjye kandi babikurikize.

25Bazatura igihugu nahaye Yakobo umugaragu wanjye, igihugu abakurambere banyu bari batuyemo. Bazagituramo bo ubwabo n'abana babo ndetse n'abuzukuru babo ubuziraherezo; umugaragu wanjye Dawudi azababere umwami iteka ryose.

26Nzagirana na bo Isezerano ry'amahoro, rizababere isezerano rihoraho. Nzabatuza, mbagwize kandi nshinge Ingoro yanjye rwagati muri bo ubuziraherezo.

27Nzatura muri bo, mbabere Imana na bo bambere umuryango.

28Bityo amahanga azamenya ko ndi Uhoraho utagatifuza Israheli, igihe Ingoro yanjye izaba iri rwagati muri bo, ubuziraherezo.'»

## Ezekiyeli 38

### Ibyabwiwe Gogi, umwami wa Magogi

1Uhoraho ambwira iri jambo, ati

2«Mwana w'umuntu, hindukirira Gogi wo mu gihugu cya Magogi, igikomangoma n'umutware w'i Mesheki n'i Tubali, maze umuhanurire ibimwerekeyeho.

3Uzamubwire uti 'Nyagasani Uhoraho aravuze ngo: Ndakwibasiye, wowe Gogi, igikomangoma n'umutware w'i Mesheki n'i Tubali.

4Ngiye kuzirika imikwege ku nzasaya zawe, ngukurure nguteshe inzira maze nkujyane n'ingabo zawe zose. Amafarasi n'abayagenderaho, bose bitwaje intwaro; abantu benshi bitwaje ingabo kandi bazi kurwanisha inkota bose muzajyana.

5Dore n'ingabo z'Ubuperisi, iz'i Kushi n'i Puti, zose zifite ingabo n'ingofero z'ibyuma, zifatanyije namwe.

6Gomeri n'ingabo zayo zose, Betitogaruma yo mu majyaruguru n'ingabo zayo zose, ndetse n'ibihugu bitagira ingano biragushyigikiye.

7Witegure neza, wowe n'ikoraniro ry'abagushyigikiye bose, maze munyoboke.

8Nyuma y'iminsi myinshi uzabona amabwiriza. Nihashira imyaka uzatera igihugu cya Israheli. Ku misozi yaho yamaze igihe kirekire yarabaye amatongo, uzahasanga abacitse ku icumu, bahateraniye bavuye mu bihugu byinshi bari baratataniyemo. Kuva aho batandukanyirijwe n'abo mu yindi miryango, bituriye mu mutekano.

9Ubwo rero uzazamukana n'ingabo zawe zose, hamwe ndetse n'abanyamahanga batagira ingano bazaba bagushyigikiye, uze nk'umuhengeri, cyangwa se uzamere nk'igihu kibuditse hejuru y'igihugu.

10Dore rero uko Nyagasani Uhoraho avuze. Uwo munsi mu mutima wawe hazavuka ibitekerezo byinshi, biguteremo imigambi mibi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11Uzibwira uti 'Ngiye kuzamuka, ntere kiriya gihugu kitagira ukirengera, mbuze uburyo bariya bantu batuje bakaba banibereye mu mutekano, kandi batuye bose mu migi itazitiye, itagira ibihindizo habe n'inzugi.'

12Nuko uzajye gusahura utware n'iminyago, uramburire ikiganza cyawe kuri ayo matongo yongeye guturwa, ukiramburire no ku muryango w'abikoranyirije hamwe bavuye mu mahanga, bakikorera imirimo y'ubworozi n'ubucuruzi kandi bakaba batuye mu isi rwagati.

13Abantu b'i Sheba n'i Dani, abacuruzi b'i Tarishishi n'abatuye mu ntara zaho bazakubaza bati 'Mbese ariko wazamuwe no gusahura? Izo ngabo zawe se wazikoranyirije kwikorera iminyago? Waba se wazanywe no gusahura zahabu na feza, amatungo n'ibicuruzwa, ngo utware iminyago itubutse?'

14Kubera iyo mpamvu rero, mwana w'umuntu, hanurira Gogi, umubwire uti 'Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze. Koko mu gihe umuryango wanjye Israheli uzaba uri mu mutekano, ni bwo uzashyira nzira.

15Icyo gihe uzimuka iwawe mu majyaruguru, uri kumwe n'imbaga nyamwinshi y'abantu mwese muri ku mafarasi, muri igitero kinini n'ingabo zitagira ingano.

16Uzaza gutera Israheli, umuryango wanjye, boshye igihu kibuditse hejuruy' isi. Mu minsi y'imperuka nzakuzana utere igihugu cyanjye, bityo amahanga azakurizeho kumenya igihe nzagaragariza ubutungane bwanjye mu maso yabo, nifashishije wowe, Gogi.'

17Nyagasani Uhoraho aravuze ati 'Ni wowe wavuzwe mu bihe byo hambere, igihe mbivugishije abagaragu banjye b'abahanuzi ba Israheli, bahanuye icyo gihe bamenyesha ko uzaza ubateye.

18Kuri uwo munsi, umunsi Gogi azaziraho gutera igihugu cya Israheli, uburakari bwanjye buzarushaho kugurumana. Uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze. Kubera uburakari mfite

19n'umujinya utuma mfureka, ndabivuze ndetse ndanabirahiye ko uwo munsi hazacika igikuba mu gihugu cya Israheli.

20Ubwo rero, amafi yo mu nyanja n'inyoni zo mu kirere, inyamaswa z'ishyamba n'izikururuka ku butaka zose, hamwe n'abantu bose bari ku isi, byose bizahinde umushyitsi imbere yanjye. Imisozi izarindimuka, ibitare bihanamye bihinde umushyitsi, n'inkike zirunde hasi.

21Ubwo Gogi nzamuteza inkota ku misozi yanjye yose — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze — maze bazasubiranemo baterane inkota.

22Nzamuhanisha ibyorezo no kumena amaraso, nzagusha imvura nyinshi n'urubura, umuriro n'umuyaga w'ishuheri bimugwe hejuru, bigwe no ku ngabo ze no ku mbaga

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

itagira ingano izaba iri kumwe na we.

23Nzagaragaza ubuhangange bwanjye n'ubutungane bwanjye, nzimenyekanye mu maso y'amahanga atagira ingano, maze bazamenye ko ndi Uhoraho.'

## Ezekiyeli 39

1None rero, mwana w'umuntu, hanurira Gogi ibimwerekeyeho, umubwire uti 'Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze. Ndakwibasiye wowe Gogi, igikomangoma n'umutware w'i Mesheki n'i Tubali.

2Nzagutesha inzira yawe nkuzane nkwerekeza mu majyaruguru, maze nkugeze mu misozi ya Israheli.

3Nzavunagurira umuheto wawe mu kiganza cyawe cy'ibumoso, nguteshe imyambi yari mu kiganza cy'iburyo.

4Wowe ubwawe uzagwa ku misozi ya Israheli, kimwe n'ingabo zawe zose n'imbaga izaba iri kumwe nawe, nkugaburire ibisiga by'amoko yose n'inyamaswa z'ishyamba,

5kuko uzagwa ku gasi nk'uko jyewe, Nyagasani Uhoraho, mbivuze.

6Nzohereza inkongi y'umuriro muri Magogi no ku batuye mu birwa bari mu ituze, maze bazamenye ko ndi Uhoraho.

7Nzamenyekanya izina ryanjye ritagatifu muri Israheli, umuryango wanjye ; sinzatuma bongera kwandavuza izina ryanjye ritagatifu, maze amahanga yose azamenye ko ndi Uhoraho na Nyirubutagatifu wa Israheli.

8Dore kandi ibyo byose bigiye kuba, ndetse biraje, uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze ; koko uraje wa munsi namenyekanyije kuva kera.

9Nuko abatuye imigi ya Israheli bazajye gutwika intwaro zabo n'ingabo zabo, imiheto yabo n'imyambi, ibihosho n'amacumu ; bizagurumane bimare imyaka irindwi yose.

10Ntibazasubira gutashya ukundi inkwi mu gasozi cyangwa se gutema ibiti mu mashyamba, kuko bazacana intwaro zabo. Bazasahura na bo ababasahuraga, na bo banyage ababatwaye ibyabo. Uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze.

11Uwo munsi nzaha Gogi aho azahambwa muri Israheli, ahantu hazwi cyane ho mu kibaya cy'Abagenzi mu burasirazuba bw'inyanja, bitume abagenzi batongera no kuhanyura. Bazahahamba Gogi n'imbaga ye yose, maze bazakurizeho kuhita: Ikibaya cya Hamoni-Gogi.

12Abayisraheli bazahamara amezi arindwi babahamba, kugira ngo bahumanure igihugu.

13Abatuye igihugu bose bazananizwa no kubahamba — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze — bizabaheshe icyubahiro ku munsi nzagaragarizaho ikuzo ryanjye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14Hazashyirwaho abantu bashinzwe umurimo wo kuzenguruka igihugu, bahamba intumbi zizaba zasigaye zandagaye ku gasozi kugira ngo bahahumanure; bakazatangira gushakashaka izo ntumbi nyuma y'ayo mezi arindwi.

15Mu gihe bazaba bazenguruka igihugu nibabona amagufa y'umuntu, bazashinga ikimenyetso iruhande rwayo, kugeza ubwo abacukura bazaza bakayajyana, bakayahamba mu kibaya cya Hamoni-Gogi.

16Hazabaho kandi n'umugi witwe Hamona (ari byo kuvuga «Imbaga nyamwinshi») maze bahumanure batyo igihugu.'

17None rero, mwana w'umuntu, Nyagasani Uhoraho aravuze ngo: Bwira ibisiga by'amoko yose n'inyamaswa z'ishyamba zose, uti 'Nimukorakorane, mwegerane muturutse impande zose, muze musangire igitambo gikomeye nturiye ku misozi ya Israheli, murye inyama kandi munywe n'amaraso.

18Muzarya intumbi z'abari intwari, munywe n'amaraso y'ibikomangoma byo ku isi ; ni bo za rugeyo, abana b'intama, amasekurume n'ibimasa by'imishishe by'i Bashani.

19Icyo ni cyo gitambo mbatumiyemo; muzarya ibinure mwijute, munywe n'amaraso muyasinde.

20Muzahagira ku meza yanjye, muhage amafarasi n'abayagenderaho, hamwe n'izindi ntwari z'ingeri zose. Uwo ni Uhoraho ubivuze.'

### Umwanzuro

21Nzagaragariza amahanga ikuzo ryanjye, amahanga yose azabone urubanza nzayacira, ububasha bw'ukuboko kwanjye buyashikamire.

22Ubwo, guhera uwo munsi, umuryango wa Israheli uzamenya ko ndi Uhoraho, Imana yawo, bazabihorane iteka.

23Amahanga na yo azamenya ko umuryango wa Israheli wajyanywe bunyago kubera ko wancumuyeho, nkaba narabakinze uruhanga rwanjye kubera ko bampemukiye, bigatuma mbagabiza amaboko y'abanzi maze bose bagatsembwa n'inkota.

24Nabagenjereje uko bikwiranye n'ubwandure bwabo n'ibicumuro byabo, maze mbakinga uruhanga rwanjye.

25Ni yo mpamvu rero, Nyagasani Uhoraho avuze atya: Noneho ngiye kugarura imbohe za Yakobo, ngirire impuhwe umuryango wose wa Israheli, mbereke ko bagomba kubaha izina ryanjye ritagatifu.

26Bazibagirwa agasuzuguro kabo n'ubuhemu bangiriye, igihe bari mu ituze mu gihugu cyabo nta we ubatera inkeke.

27Igihe nzaba maze kubavana mu mahanga, nkabakoranya mbavanye mu bihugu by'abanzi; nkabagaragarizamo ubutungane bwanjye mu maso y'amahanga atagira

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ingano,

28bazamenya ko ndi Uhoraho Imana yabo. Nguko uko nzabagenzereza maze kubatarura mu mahanga bari barajyanywemo bunyago, igihe nzabakoranyiriza ku butaka bwabo nta n'umwe nsizeyo.

29Sinzongera kandi kubakinga uruhanga rwanjye ukundi, kuko nzasesekaza umwuka wanjye ku muryango wa Israheli. Uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze.»

## Ezekiyeli 40

### UKO INGORO Y'UHORAHO IZAMERA MUBIHE BIZAZA

1Mu ntangiriro y'umwaka wa makumyabiri n'itanu tujyanywe bunyago, ku munsi wa cumi w'ukwezi, hakaba hashize imyaka cumi n'ine umugi ufashwe, uwo munsi nyine Uhoraho anshyiraho ikiganza cye, nuko anjyanayo.

2Muri iryo bonekerwa, anjyana mu gihugu cya Israheli maze ampagarika hejuru y'umusozi muremure cyane, wasaga n'uwubatseho umugi ahagana mu majyepfo.

3Anjyana aho hantu, maze ngo ndebe mbona umuntu, mu maso he hasaga n'umuringa. Yari ahagaze mu marembo, akagira mu ntoki ze umugozi w'imigwegwe n'inkoni yo gupimisha.

4Uwo muntu arambwira ati «Mwana w'umuntu, itegereze neza, utege amatwi kandi wite ku byo ngiye kukwereka byose, kuko ari cyo wazaniwe hano. Byongeye kandi, umenyeshe umuryango wa Israheli ibyo uri bubone byose.»

#### Inkike ikikije Ingoro

5Nuko mbona Ingoro y'Uhoraho yari ikikijwe n'inkike impande zose. Uwo muntu akagira mu ntoki inkoni yo gupimisha ireshya n'imikono itandatu, kandi buri mukono urengaho ahangana n'ikiganza. Apima umubyimba w'inkike uba incuro imwe y'inkoni, ubuhagarike na bwo bugira incuro imwe y'inkoni.

#### Irembo ry'iburasirazuba

6Hanyuma, aratambuka agana ku irembo riteganye n'iburasirazuba, azamuka amadarajya yaryo, apima uburebure bwayo bugira incuro imwe y'inkoni.

7Buri kazu k'umurinzi kari gafite uburebure bw'incuro imwe y'inkoni ku ncuro imwe y'ubugari, naho urukuta rwatandukanyaga utwo tuzu twombi rukagira imikono itanu. Ubugari bw'irembo ry'imbere y'ikirongozi binjiriramo bajya mu nzu, bwareshyaga n'incuro imwe y'inkoni.

8Apima ikirongozi,

9kigira imikono umunani, n'inkuta zacyo zigira imikono ibiri. Icyo kirongozi kandi kikaba aherekera imbere mu nzu.


© 2012, Bible Society of Rwanda.

10Utuzu tw'abarinzi two ku irembo ry'iburasirazuba, twari dutatu kuri buri ruhande, kandi twose tungana, n'inkuta zatwo muri buri ruhande na zo zingana.

11Noneho apima ubugari bw'irembo bugira imikono icumi, ku mikono cumi n'itatu y'uburebure.

12Imbere y'utuzu tw'abarinzi hari hubatse agakuta kakagira umukono umwe w'uburebure kuri umwe w'ubugari, maze buri kazu kakagira imikono itandatu kuri buri ruhande.

13Arongera apima irembo ahereye ku rukuta rw'inyuma rw'akazu kamwe ageza ku urw'akandi biteganye, abona ubugari bw'imikono makumyabiri n'itanu, imiryango yatwo irebana.

14Apima n'ikirongozi kigira imikono makumyabiri y'ubugari, cyari gikikijwe n'igikari hirya no hino y'irembo.

15Uhereye imbere y'irembo aho binjirira, ukagera aho ikirongozi giherera, hari imikono mirongo itanu.

16Utwo tuzu twari dufite amadirishya y'utwuma dusobekeranye; mu nkuta zatwo, kimwe no mu zindi nkuta zose, ndetse no ku kirongozi hari hakikije amadirishya, kandi buri rukuta rutatseho imikindo.

## Igikari cyo hanze cy'Ingoro

17Nuko uwo mugabo anjyana mu gikari cyo hanze, ngo ndebe mbona imbuga ishashemo amabuye, ikaba yubatseho amazu akikije impande zose z'igikari; yose hamwe yari mirongo itatu.

18Iyo mbuga yagarukiraga ku marembo yose; amabuye ayishasheho aringaniye no hasi aho buri rembo ritangirira.

19Apima ubugari bw'icyo gikari cyo hanze, ahereye imbere ku irembo ryo hasi, ageza ku rukuta aho igikari cy'imbere gitangirira, hagira imikono ijana. Aho ni aherekera mu burasirazuba.

## Irembo ryo mu majyaruguru

20Apima ubugari n'uburebure bw'irembo ryo ku gikari cyo hanze, ryarebaga mu majyaruguru.

21Utuzu tw'abarinzi twari dutatu kuri buri ruhande rw'irembo, inkuta zaryo n'ikirongozi cyaryo bingana n'iby'irembo rya mbere, bigira imikono mirongo itanu y'uburebure kuri makumyabiri n'itanu y'ubugari.

22Amadirishya, ikirongozi n'imikindo byaryo, byanganyaga ingero n'iby'irembo ryerekera mu burasirazuba. Baryinjiragamo babanje kuzamuka amadarajya arindwi, ikirongozi cyaryo kiri imbere yabo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

23Ku gikari cy'imbere na ho hari n'irindi rembo riteganye n'iryo mu majyaruguru, nk'uko bimeze ku ry'iburasirazuba. Apima umwanya uri hagati y'irembo n'irindi, hagira imikono ijana.

### Irembo ryo mu majyepfo

24Nuko anjyana mu ruhande rwerekera mu majyepfo, na ho hari irembo rireba mu majyepfo, maze apima utuzu, inkuta n'ikirongozi byaryo, byose bingana n'ibya mbere.

25Irembo n'ikirongozi byari bikikijwe n'amadirishya asa n'aya mbere, iryo rembo rikagira imikono itanu y'uburebure kuri makumyabiri n'itanu y'ubugari.

26Ryari rifite amadarajya arindwi bazamukiraho, abanziriza ikirongozi cyaryo; ku nkuta zaryo hatatseho imikindo, umwe umwe kuri buri ruhande.

27Ku gikari cy'imbere na ho hari n'irindi rembo ryerekeye mu majyepfo, apima umwanya uri hagati y'ayo marembo yombi yo mu majyepfo, abona imikono ijana.

### Igikari cy'imbere n'irembo ryo mu majyepfo

28Hanyuma tunyura mu irembo ryo mu majyepfo anjyana mu gikari cy'imbere, apima iryo rembo ryari rifite ingero zingana ;

29utuzu tw'abarinzi, inkuta zaryo n'ikirongozi cyaryo na byo byari bifite ingero zimwe. Irembo n'ikirongozi cyaryo byari bikikijwe n'amadirishya, rikagira imikono mirongo itanu y'uburebure kuri makumyabiri n'itanu y'ubugari.

30(... )

31Ikirongozi cyaryo cyari aherekera ku gikari cyo hanze, inkuta zaryo zitatseho imikindo, naho icyo kirongozi kikagira amadarajya munani.

### Igikari cy'imbere n'irembo ry'iburasirazuba

32Ubwo anjyana mu gikari cy'imbere aherekera mu burasirazuba, apima irembo ryaho rigira ingero zingana n'iz'aya mbere.

33Utuzu twaryo tw'abarinzi, inkuta zaryo n'ikirongozi cyaryo, na byo bigira ingero zimwe. Irembo kimwe n'ikirongozi cyaryo byari bikikijwe n'amadirishya, rikagira imikono mirongo itanu y'uburebure kuri makumyabiri n'itanu y'ubugari.

34Ikirongozi cyaryo cyari aherekera ku gikari cyo hanze, inkuta zaryo zitatseho imikindo, naho icyo kirongozi kikagira amadarajya munani.

### Igikari cy'imbere n'irembo ryo mu majyaruguru

35Hanyuma anjyana ku irembo ryo mu majyaruguru, araripima ringanya ingero n'aya mbere.

36Utuzu twaryo tw'abarinzi, inkuta zaryo n'ikirongozi cyaryo, na byo byari bifite


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ingero zimwe. Iryo rembo ryari rikikijwe n'amadirishya, rikagira imikono mirongo itanu y'uburebure kuri makumyabiri n'itanu y'ubugari.

37Ikirongozi cyaryo cyari aherekera ku gikari cyo hanze, inkuta zaryo zitatseho imikindo, naho icyo kirongozi kikagira amadarajya munani.

### Ibindi byari iruhande rw'ayo marembo

38Hari icyumba cyakingurirwaga mu kirongozi; ari na cyo bogerezagamo amatungo agenewe guturwaho ibitambo bitwikwa.

39Mu kirongozi hakaba ameza abiri muri buri ruhande, yari agenewe gusogoterwaho ibitambo bitwikwa, ibihongerera ibyaha n'ibyo kwigorora.

40Ku ruhande rwo hanze, umuntu azamukiye mu irembo ryo mu majyaruguru hari ameza abiri, no ku rundi ruhande aherekera mu kirongozi hakaba andi meza abiri.

41Ubwo rero hari ameza ane ku ruhande rumwe rw'irembo, n'andi meza ane ku rundi, yose hamwe akaba umunani, ari na yo biciragaho ibitambo.

42Usibye n'ibyo, hari n'andi meza ane akozwe mu mabuye y'amabazanyo, yakoreshwaga igihe cyo gutegura ibitambo bitwikwa; akagira uburebure bw'umukono umwe n'igice, ubugari bw'umukono umwe n'igice, n'ubujyejuru bw'umukono umwe. Ayo rero ni yo bashyiragaho ibikoresho byabaga bikenewe mu kwica ibitambo bitwikwa, kimwe n'ibindi bitambo.

43Imigende ifite ubugari bungana n'ikiganza yari iteganyijwe impande zose z'ameza. Kuri ayo meza rero, bahashyiraga inyama ziri buturweho ibitambo.

44Hanyuma anjyana mu gikari cy'imbere; muri icyo gikari hakaba ibyumba bibiri, kimwe cyari kiri iruhande rw'irembo ryo mu majyaruguru, riteganye n'iryo mu majyepfo, ikindi kiri iruhande rw'irembo ryo mu majyepfo, riteganye n'iryo mu majyaruguru.

45Nuko arambwira ati «Icyo cyumba giteganye n'amajyepfo, cyagenewe abaherezabitambo bashinzwe imirimo yo mu Ngoro;

46naho icyumba giteganye n'amajyaruguru, kikaba cyaragenewe abaherezabitambo bashinzwe imirimo yo ku rutambiro. Abo rero, ni bene Sadoki bo mu muryango wa Levi, bagenewe kwegera Uhoraho ngo bamukorere.»

### Igikari cy'imbere

47Nuko apima icyo gikari cy'imbere, kigira imikono ijana y'uburebure ku ijana y'ubugari, kuko cyari gifite impande enye zingana, kikabamo n'urutambiro rwari imbere y'Ingoro.

### Ingoro n'ibaraza ryayo

48Ubwo anjyana imbere y'urwinjiriro rw'Ingoro, apima inkuta zarwo, abona imikono

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

itanu kuri buri ruhande, n'ubugari bw'irembo bugira imikono itatu kuri buri ruhande.

49Uburebure bw'urwinjiriro bwari imikono makumyabiri kuri cumi n'ibiri y'ubugari; mbere yo kurugeraho wabanzaga kuzamuka amadarajya cumi. Hafi y'inkomanizo z'umuryango, hari inkingi imwe kuri buri ruhande.

## Ezekiyeli 41

### Icyumba gitagatifu

1Arongera anjyana mu cyumba gitagatifu, apima inkuta, zigira imikono itandatu ku ruhande rumwe n'imikono itandatu ku rundi.

2Ubugari bw'umuryango bwari imikono icumi, naho impande zombi z'urukuta uwo muryango wari utoboreyemo, rumwe rukagira imikono itanu, urundi na rwo itanu. Apima uburebure bw'icyumba gitagatifu, bugira imikono mirongo ine kuri makumyabiri y'ubugari.

### Icyumba gitagatifu rwose

3Nuko yinjiramo imbere, apima urukuta rurimo umuryango, rugira imikono ibiri. Apima n'umuryango ubwawo, ugira imikono itandatu y'ubugari; naho impande zombi z'urukuta uwo muryango wari utoboreyemo, rumwe rukagira imikono irindwi, urundi na rwo irindwi.

4Apima uburebure bw'icyo cyumba cya kabiri, bugira imikono makumyabiri kuri makumyabiri y'ubugari, maze arambwira ati «Aha ni Ahatagatifu rwose.»

### Amazu matoya yometse ku mpande zombi z'Ingoro

5Hanyuma apima urukuta rw'Ingoro, rugira imikono itandatu; naho andi mazu yari akikije Ingoro agira ubugari bw'imikono ine.

6Ayo mazu agizwe n'utwumba tugerekeranye mu magorofa atatu, igorofa imwe igizwe n'utwumba mirongo itatu. Urukuta rw'imbere rw'utwo twumba rwari rwegeranye n'urw'Ingoro, ariko rutarwubakiyeho.

7Ubugari bw'utwo twumba bwagendaga bwiyongera kuva hasi ugana ejuru, kuko ubugari bw'urukuta rw'Ingoro bwazamukaga bugabanuka. Hari kandi n'aho umuntu anyura, ashatse kuva mu nzu yo hasi ajya mu yo hagati, cyangwa se mu yo hejuru.

8Nuko mbona ko Ingoro yari iseguwe hasi n'ikirundo cy'ibitaka kiyikikije, cyari gifite uburebure bw'imikono itandatu, kikaba ari na cyo mfatiro za twa twumba turi iruhande rw'Ingoro.

9Hagati ya twa twumba twometse ku Ngoro

10n'andi mazu yubatse hirya yayo, hari ikibuga gifite ubugari bw'imikono makumyabiri, kizengurutse Ingoro.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11Imiryango yajyaga muri utwo twumba yerekeraga ahari hasigaye umwanya, umuryango umwe werekeraga mu majyaruguru, undi ukerekera mu majyepfo, maze ubugari bwayo bukaba imikono itanu.

### Inzu yari iburengerazuba inyuma y'Ingoro

12Ku ruhande rw'iburengerazuba hari hubatse inzu iteganye n'ikibuga, ikagira ubugari bw'imikono mirongo irindwi, na mirongo cyenda y'uburebure, naho umubyimba w'urukuta rwayo ukaba imikono itanu.

13Hanyuma apima Ingoro igira uburebure bw'imikono ijana. Ikibuga na cyo wongeyeho iyo nzu n'inkike zayo, na byo bigira uburebure bw'imikono ijana.

14Ubugari bw'uruhande rw'imbere rw'Ingoro, wongeyeho ikibuga giherereye iburasirazuba buba imikono ijana.

15Arongera apima uburebure bw'inzu ahereye ku ruhande rw'ikibuga cyari inyuma yayo, ndetse n'amabaraza y'impande zose, bigira imikono ijana.

### Imitako y'imbere mu Ngoro

Imbere mu cyumba gitagatifu no mu birongozi byerekera mu gikari,

16ku bitabo by'imiryango, ku madirishya no ku mabaraza y'impande uko ari eshatu yagendaga ateganye n'igitabo cya buri muryango, aho hose hari hakikijeho imbaho z'igiciro kuva hasi kugera ku madirishya. Ayo madirishya ubwayo na yo yari akikijeho utwuma dusobekeranye.

17Kuva ku rwinjiriro kugera imbere mu Ngoro, ndetse no ku nkuta hose imbere n'inyuma,

18hari hatatsweho ibishushanyo by'abakerubimu n'imikindo. Hagati y'umukerubimu n'undi hari umukindo, kandi buri mukerubimu akagira imitwe ibiri:

19umutwe werekeraga ku mukindo w'uruhande rumwe wasaga n'uw'umuntu, uwerekera ku mukindo wo ku rundi ruhande ugasa n'uw'intare, bikaba bimeze bityo ku mpande zose z'Ingoro.

20Ibishushanyo by'abakerubimu n'iby'imikindo byari byarabajwe mu rukuta, byaheraga hasi bikagera ndetse no hejuru y'umuryango;

21kandi inkomanizo z'umuryango w'icyumba gitagatifu zari zifite impande enye zingana.

### Urutambiro rubajwe mu biti

Imbere y'icyumba gitagatifu rwose hari ikintu gisa

22n'urutambiro rubajwe mu biti, rufite imikono itatu y'ubujyejuru, imikono ibiri y'uburebure kuri ibiri y'ubugari. Hasi yarwo mu maguni no mu mpande, hose hari habajwe mu biti. Nuko wa muntu arambwira ati «Aya ni ameza ari imbere y'Uhoraho.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Inzugi z’Ingoro

23Icyumba gitagatifu cyari gikinzwe n’urugi rurimo ebyiri; icyumba gitagatifu rwose na cyo ari uko.

24Urugi rumwe rwari rugizwe n’inzugi ebyiri zikingurwa zose, n’urundi na rwo rugizwe n’inzugi ebyiri.

25Ku nzugi z’icyumba gitagatifu hari hatatsweho ibishushanyo by’abakerubimu n’iby’imikindo, mbese rwose nk’ibyari bishushanyije ku nkuta. Imbere y’umuryango hari ibaraza risakaje imbaho.

26Hirya no hino ku nkuta hari amadirishya ariho utwuma dusobekeranye, hatatseho n’imikindo, kimwe no ku twumba dukikije Ingoro no ku ibaraza ry’imbere y’umuryango.

## Ezekiyeli 42

### Andi mazu yari yubatswe mu gikari

1Wa muntu aransohokana, anjyana mu gikari cy’imbere aherekera mu majyaruguru, mu byumba byubatswe aho ikibuga giherera, hirya gato, ugana mu majyaruguru ya ya nzu iri inyuma y’Ingoro.

2Mu ruhande rw’imbere, aherekera mu majyaruguru, ibyo byumba byari bifite uburebure bw’imikono ijana, ku bugari bw’imikono mirongo itanu.

3Ahateganye ’amarembo y’igikari cy’imbere, kimwe n’ahateganye n’imbuga ishashemo amabuye mu gikari cyo hanze, hari ibaraza.

4Imbere y’ibyo byumba hari inzira ngari y’imikono icumi, ku burebure bw’imikono ijana ; naho imiryango yabyo yerekeye mu majyaruguru.

5Iyo nzu yari ifite amagorofa atatu ; utwumba two hejuru twari duto kurusha utwo hagati no hasi kuko amabaraza yadutubyaga.

6Koko kandi, hari amabaraza atatu, rimwe rigeretse hejuru y’irindi, kandi nta nkingi yari afite nk’izari ku yo mu gikari. (Mu igorofa yo hejuru, ibaraza ryari rigari kurusha iryo hagati no hasi,) ariko ibyumba by’aho hejuru bikaba bito kurusha ibyo bisigaye.

7Urukuta rw’inyuma y’ibyo byumba, rwari rufite uburebure bw’imikono mirongo itanu, upimye aherekera ku gikari cyo hanze, mbese nk’uko ibyo byumba ubwabyo byareshyaga.

8Koko rero, uburebure bw’ibyumba byo mu gikari cyo hanze bwari imikono mirongo itanu, naho uburebure bw’ibyumba byo mu gikari cy’imbere bukaba imikono ijana.

9Mu nsi y’ibyo byumba hari irembo rituruka mu burasirazuba, ryanyurwagamo n’abinjiye baturutse mu gikari cyo hanze.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Urukuta rw'igikari cy'ahagana mu majyepfo, na rwo rwari rwubakiyeho ibindi byumba biteganye n'ikibuga, aherekera kuri ya nzu.

11Hari inzira yanyuraga imbere y'ibyo byumba, byari bimeze rwose nk'ibyumba byo mu majyaruguru: binganya uburebure n'ubugari, aho basohokera hameze kimwe, imyubakire n'aho binjirira hameze kimwe.

12Inzugi z'ibyumba byo mu majyepfo na zo zari zimeze kimwe n'iz'ibya mbere; aho inzira ituruka hari umuryango uteganye n'inkike ikikije Ingoro, ukanyurwamo n'abaturutse mu burasirazuba.

13Nuko wa muntu arambwira ati «Ibyo byumba biri imbere y'ikibuga, mu majyaruguru no mu majyepfo, ni ibyumba by'Ingoro. Ni ho abaherezabitambo begera Uhoraho bazajya barira ibiribwa bitagatifu rwose, bakahashyingura ibintu bitagatifu rwose n'andi maturo, ibitambo byo guhongerera ibyaha n'ibyo kwigorora, kuko ari ahantu hatagatifu.

14Igihe abaherezabitambo bazaba bahinjiye, ntibazasohoka ahantu hatagatifu ngo bajye mu gikari cyo hanze, batabanje kuhasiga imyambaro y'ubuherezabitambo kuko ari imyambaro mitagatifu. Bazabanza bambare indi myambaro, kugira ngo babone kujya hanze, ahagenewe rubanda.»

### Ingero z'igikari cy'Ingoro

15Wa muntu ngo arangize gupima imbere mu Ngoro, aransohokana twerekeje mu irembo rireba mu burasirazuba, maze apima impande zose z'igikari.

16Apima uruhande rw'iburasirazuba akoresheje ya nkoni yabigenewe, rugira imikono magana atanu.

17Arongera na none akoresheje ya nkoni yabigenewe, apima uruhande rw'amajyaruguru, rugira imikono magana atanu.

18Hanyuma apima uruhande rw'amajyepfo, akoresheje ya nkoni yabigenewe, rugira imikono magana atanu.

19N'uruhande rw'iburengerazuba, arupimisha ya nkoni, na rwo rugira imikono magana atanu.

20Ubwo aba apimye impande enye zose z'iyo nkike, abona uburebure bw'imikono magana atanu ku mikono magana atanu y'ubugari, iyo nkike ikaba yari iyo gutandukanya aheguriwe Imana n'umwanya wagenewe rubanda.

## Ezekiyeli 43

### Uhoraho yongera gutura mu Ngoro ye

1Nuko anjyana ku irembo rigana mu burasirazuba,

2mbona ikuzo ry'Imana ya Israheli rije rituruka mu burasirazuba, riza mu rusaku

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

rumeze nk'imyoromo y'amazi magari, maze isi yose ibengerana ikuzo.

3Iryo bonekerwa ryari rimeze nk'iryo nigeze kubona igihe Uhoraho aje gusenya umugi, cyangwa iryo nari naraboneye ku ruzi rwa Kebari. Ako kanya ngwa hasi nubamye.

4Nuko ikuzo ry'Uhoraho ryinjira mu Ngoro rinyuze mu irembo riteganye n'iburasirazuba.

5Umwuka unjyana ubwo, unyinjiza mu gikari cy'imbere, maze mbona ikuzo ry'Uhoraho ryuzuye mu Ngoro.

6Numvaga uwamvugishaga ari mu Ngoro, naho wa muntu akaba ahagaze iruhande rwanjye.

7Uhoraho arambwira, ati «Mwana w'umuntu, aha ni ho hagenewe intebe yanjye y'ubwami, ni na ko kabaho nzajya nkandagizaho ibirenge byanjye. Nzatura mu Bayisraheli rwagati iteka ryose; kandi umuryango wa Israheli, bo ubwabo n'abami babo, ntibazongera kwandavuza ukundi izina ryanjye ritagatifu, nk'uko babigenje mbere. Mu by'ukuri ntibahwemye kuryandavurisha uburaya bwabo n'imva z'abami babo;

8ntibatinye kubangikanya irembo ryabo n'iryanjye, baransatiriye, dusigara dutandukanyijwe n'urukuta gusa. Bandavuje izina ryanjye ritagatifu kubera amahano bakoraga, ari na cyo cyatumye mbarakarira, nkabarimbura.

9None rero, nibajugunye kure yanjye amahano yabo n'intumbi z'abami babo, maze nzature muri bo iteka ryose.

10Naho wowe, mwana w'umuntu, umuryango wa Israheli wereke iyi Ngoro, maze baterwe isoni n'amahano bakoze; kandi bayipime bakurikije igishushanyo cyayo.

11Nibaramuka batewe isoni n'iyo myifatire yabo, ubasobanurire uko Ingoro iteye n'igishushanyo cyayo, aho basohokera n'aho binjirira, imiterere n'imyubakire yayo yose, imikoreshereze yayo n'amategeko yose ayigenga. Ibyo byose uzabyandike bose babireba, kugira ngo bajye bazirikana imiterere y'iyi Ngoro n'amategeko yose ayigenga, maze babone ubuyakurikiza.

12Ngiryo itegeko rigenga Ingoro. Iyi mpinga y'umusozi n'akarere kose kayikikije, ni ahantu hatagatifu. Nuko rero, iryo ni ryo tegeko rigenga Ingoro.»

### Ibyerekeye urutambiro

13Dore kandi n'ingero z'urutambiro zapimishijwe imikono, buri mukono wongeweho ahangana n'ubugari bw'ikiganza. Mu nsi y'igisasiro, hari urufatiro rufite umukono umwe w'ubuhagarike Hagati y'umuferege ukikije urutambiro no hasi ku gisasiro hangana n'uburebure bw'ikiganza.

14Igisasiro ubwacyo kigabanyijemo ibice bibiri: icyo hasi gifite imikono ibiri

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

y'ubuhagarike icyo hejuru gifite imikono ine y'ubuhagarike 15Uburebure bw'urutambiro ni imikono ine, kandi hejuru yarwo hakaba amahembe ane.

16Urwo rutambiro rufite impande enye zingana, zifite imikono cumi n'ibiri y'uburebure, kuri cumi n'ibiri y'ubugari.

17Igisasiro cyarwo gifite imikono cumi n'ine y'uburebure, kuri cumi n'ine y'ubugari, kikagira na cyo impande enye zingana. Umuguno ukizengurutse ufite umubyimba upima igice cy'umukono n'ubuhagarike bw'umukono umwe. Amadarajya bazamukiragaho bajya ku rutambiro, yari yubatse mu burasirazuba.

### Imihango yo kwegurira Imana urutambiro

18Noneho wa muntu arambwira ati «Mwana w'umuntu, Nyagasani Uhoraho aravuze ngo: Ngaya amabwiriza yerekeye urutambiro, akazakurikizwa umunsi barwubatse kugira ngo babashe kuruturiraho ibitambo bitwikwa no kurusesaho amaraso.

19Igihe abaherezabitambo b'Abalevi, ari bo bene Sadoki, bazanyegera ngo banture igitambouwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze — uzabahe akamasa kababere igitambo gihongerera ibyaha.

20Uzafate ku maraso y'ako kamasa uyasige ku mahembe uko ari ane, ku maguni ane y'urutambiro no ku muguno urukikije, bityo uzabe urukijije icyitwa ubwandu cyose kandi uruhumanuye.

21Ibyo nibirangira, uzafate ikimasa cy'impongano y'ibyaha, ugitwikire ahantu hitaruye, hanze y'Ingoro.

22Ku munsi ukurikiyeho, uzature isekurume itagira inenge ho igitambo cy'impongano y'ibyaha, urutambiro ruzabe rukijijwe rutyo ubwandu nk'uko babigenjeje kuri cya kimasa.

23Numara kurukiza ubwandu uzature akamasa n'impfizi y'intama byakuwe mu mashyo, byose bitagira inenge.

24Uzabiture Uhoraho, n'abaherezabitambobabiminjagireho umunyu maze babiture Uhoraho ho igitambo gitwikwa.

25Mu minsi irindwi yose, uzajye utura buri munsi isekurume ho igitambo gihongerera ibyaha; ikimasa n'impfizi y'intama bizaba byakuwe mu mashyo kandi bitagira inenge,

26na byo bizaturwa muri iyo minsi irindwi. Nuko urutambiro ruzabe rukijijwe rutyo ubwandu, baruhumanure kandi banarutahe.

27Icyo gihe nikirangira, ku munsi wa munani n'indi minsi izakurikiraho, abaherezabitambo bazaruturiraho ibitambo byanyu bitwikwa n'andi maturo yanyu, maze nanjye nzabibashimire. Uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze.»


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Ezekiyeli 44

### Ibyerekeye irembo ry'iburasirazuba

1Nuko wa muntu aranzana no ku irembo ryo hanze ry'Ingoro, rya rindi ryari riteganye n'iburasirazuba, ubwo kandi rikaba rikinze.

2Uhoraho arambwira ati «Iri rembo rizahora rikinze. Ntibazarikingura kandi nta n'uzaryinjiriramo, kuko Uhoraho, Imana ya Israheli, yaryinjiriyemo. Rero, rizahore rikinze.

3Nyamara ariko, umwami we azahicara kugira ngo afungurire imbere y'Uhoraho, kubera ko ari umwami nyine. Azinjirira mu kirongozi cy'iryo rembo, kandi abe ari na ho asohokera.»

### Amabwiriza yerekeye Ingoro

4Wa muntu aranzana no ku irembo ryo mu majyaruguru angeza imbere y'Ingoro, ngo ndebe mbona ikuzo ry'Uhoraho ryari ryuzuye mu Ngoro ye, nuko ngwa hasi nubamye.

5Uhoraho arambwira ati «Mwana w'umuntu, itonde witegereze neza kandi utege amatwi ibyo ngiye kugusobanurira byerekeye amabwiriza ajyana n'Ingoro kimwe n'amategeko yose ayigenga. Uritondere kumenya abafite uburenganzira bwo kwinjira mu Ngoro, kimwe n'ababujijwe kuyinjiramo.

6Uzabwire ibyo birara by'umuryango wa Israheli, uti 'Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze. Narambiwe amahano yanyu, muryango wa Israheli;

7ya mahano mwakoze mwinjiza abanyamahanga batagenywe ku mutima no ku mubiri mu Ngoro yanjye, bakayijyamo kandi bakayandavuza, mugasangira na bo ikinure n'amaraso byanyeguriwe, mukica mutyo Isezerano ryanjye kubera ayo mahano yose!

8Aho kwita ku mirimo y'imihango yanjye mitagatifu, mwishyiriyeho abanyamahanga ngo babe ari bo bayikorera mu Ngoro yanjye.

9None rero, dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Nta munyamahanga utagenywe ku mutima no ku mubiri uzinjira mu Ngoro yanjye, habe no mu banyamahanga batuye rwagati mu Bayisraheli.

### Ibyerekeye Abalevi

10Abalevi banyitaruye igihe Israheli yari yarayobye igakurikira ibigirwamana byayo, bazagarukwa n'ibyaha byabo.

11Bazaguma mu Ngoro yanjye, ariko babe abagaragu bashinzwe kurinda amarembo kandi bakore n'imirimo yo mu Ngoro. Ni bo bazajya basogota ibitambo bitwikwa n'ibindi bitambo by'imbaga, kandi banashingwe gukorera rubanda.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12Kubera ko bakoreye imbaga imbere y'ibigirwamana, ibyo bigatuma babera umuryango wa Israheli impamvu yo gucumura — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze — ni cyo gitumye mbaramburiraho ukuboko kwanjye, maze bazagarukwe n'ibyaha byabo.

13Ntibazongera kunyegera ukundi ngo baratunganya umurimo w'ubuherezabitambo, ntibazakora ku bintu byanjye bitagatifu habe no ku bitagatifu rwose; ahubwo bazakorwa n'ikimwaro kubera ayo mahano bakoze.

14Nzabashinga kwita ku mirimo yo mu Ngoro, mbese ibihakorerwa byose n'ibihakenewe byose.

### Ibyerekeye abaherezabitambo

15Naho abaherezabitambo b'Abalevi, ari bo bene Sadoki, batahemutse ku murimo wabo mu Ngoro yanjye igihe Abayisraheli bari barayobye, ni bo bazanyegera bankorere — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze — bahagarare imbere yanjye banture ibinure n'amaraso.

16Ni bo bazinjira mu Ngoro yanjye, begere ameza yanjye kugira ngo bampereze; bazarangize batyo umurimo wanjye.

17Igihe bazaba binjiye mu marembo y'igikari cy'imbere, bazaba bambaye imyambaro y'ihariri. Ntibazambara umwambaro w'ubwoya bw'intama, igihe cyose bazaba bakora umurimo wabo ku marembo y'igikari cy'imbere kimwe no mu Ngoro.

18Bazambara ibitambaro by'ihariri mu mutwe, bambare amakabutura y'amahariri, kandi birinde gukenyera umwenda wabatera gututubikana.

19Nibasohoka bagana mu gikari cyo hanze basanze imbaga, baziyambure imyambaro bari bambaye bari ku murimo wabo bayibike ahabigenewe mu byumba bitagatifu, maze bambare indi kugira ngo imbaga itava aho ikora kuri iyo myambaro mitagatifu.

20Ntibaziharanguze, ariko kandi ntibazanatereke umusatsi, ahubwo bajye bawukemuza, bawutunganye.

21Nta muherezabitambo wemerewe kunywa divayi ku munsi azaba ari bwinjire mu gikari cy'imbere.

22Ntibazacyura umupfakazi cyangwa umugore wasenzwe n'umugabo we, ahubwo bazarongore umwari ukomoka mu muryango wa Israheli, cyangwa se bacyure umupfakazi usizwe n'undi muherezabitambo.

23Bazigisha umuryango wanjye gutandukanya icyeguriwe Imana n'ikitarayeguriwe; babamenyeshe itandukanyirizo ry'ikitahumanye n'icyahumanye.

— 24Ni bo bazajya baca imanza za rubanda,kandi bazazice bakurikije itegeko ryanjye.Mu minsi mikuru yanjye yose bazakurikiza amategeko yanjye n'amabwiriza yanjye,batagatifuze amasabato yanjye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

— [25]Bazirinde kwegera intumbi y'umuntu ngo batava aho bihumanya;ariko nihagira upfusha se cyangwa nyina,cyangwa se agapfusha umwana we,murumuna we,mushiki we,ariko atarashaka,ashobora kwihumanya akegera intumbi ye.

— [26]Igihe umwe muri bo azaba amaze kwihumanura,bazabara iminsi irindwi;

— [27]hanyuma ku munsi wo kwinjira mu cyumba gitagatifu no mu gikari cy'imbere kugira ngo arangize umurimo we — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze aziturire igitambo cy'impongano y'ibyaha.

[28]Ntibazagira umunani, kuko ari jye munani wabo. Nta mugabane muzabaha muri Israheli, kuko ari jyewe mugabane wabo.

[29]Bazatungwa n'amaturo, ibitambo by'impongano y'ibyaha n'ibitambo byo kwigorora; mbese icyashinganywe n'Imana cyose muri Israheli kizaba icyabo.

[30]Ibyiza byo mu miganura yanyu yose no mu maturo yanyu yose bizahabwa abaherezabitambo; ndetse n'imyiza mu mitsima y'umuganura wanyu, kugira ngo ingo zanyu zihabwe umugisha.

[31]Abaherezabitambo ntibazarya inyama z'itungo na rimwe ryipfushije cyangwa ryatanyaguwe n'irindi, ryaba iriguruka cyangwa se indi nyamaswa iyo ari yo yose.

## Ezekiyeli 45

### Igihugu kizongera kigabanywe. Umugabane w'Uhoraho

[1]Nimukora ubufindo kugira ngo mugabane igihugu, muzasige umugabane w'Uhoraho, ufite uburebure bw'imikono ibihumbi makumyabiri na bitanu, ku bihumbi makumyabiri by'ubugari. Uwo mugabane wose uko wakabaye uzaba weguriwe Imana.

[2]Muri uwo mugabane, hazapimwa ikibanza cy'Ingoro gifite impande enye zingana, zifite imikono magana atanu kuri magana atanu, ndetse bongereho n'indi mikono mirongo itanu ku mpande zose.

[3]Muri uwo mugabane kandi uzapime ahantu hafite imikono ibihumbi makumyabiri na bitanu by'uburebure, ku mikono ibihumbi cumi by'ubugari, abe ari aho hazubakwa Ingoro irimo icyumba gitagatifu rwose.

[4]Uwo uzaba ari umugabane weguriwe Imana, ugenewe abaherezabitambo bakora umurimo w'Ingoro, bakegera Uhoraho ngo bamuhereze. Aho ni ho bashobora kubaka amazu yabo kandi hakaba n'ahantu heguriwe Imana.

[5]Ahasigaye na ho hafite imikono ibihumbi makumyabiri na bitanu by'uburebure ku bihumbi cumi by'ubugari, hazazigamirwa abalevi bakora mu Ngoro yanjye, hazabe ahabo bature mu migi ihari.

[6]Iruhande rw'uwo mugabane w'Uhoraho, bazahapima n'uwundi ufite uburebure

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bw'imikono ibihumbi makumyabiri na bitanu ku bihumbi bitanu by'ubugari; ni ho hazagenerwa Umugi, maze Umuyisraheli wese ubishatse azahature.

### Umugabane w'umwami

7Umwami azahabwa umunani ku mpande ebyiri z'umugabane weguriwe Uhoraho n'ahagenewe Umugi. Uwo munani w'umwami uzahera ku mugabane w'Uhoraho n'ahagenewe Umugi, maze ugende ugere ku nyanja iri mu burengerazuba, naho mu burasirazuba ugere aho igihugu kigarukira.

8Aho ni ho hazaba ah'umwami muri Israheli; bityo abami banjye ntibazongera gushikamira ukundi umuryango wanjye, bazegurire Abayisraheli n'imiryango yabo igihugu.

9Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze: Ibyo rwose birahagije, bami ba Israheli! Nimusigeho urwo rugomo rwanyu n'ubujura bwanyu; nimukurikize ubutabera n'ubutungane — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze — murekere aho gutera hejuru umuryango wanjye, muwaka ibirenze urugero.

10Nimukoreshe iminzani itunganye, ikibindi n'igitebo mugeresha bibe byuzuye.

11Ikibindi n'igitebo nibigire urugero rumwe, igitebo kigire kimwe cya cumi cy'intonga n'ikibindi na cyo kibe icya cumi cy'intonga. Ibigeresho byose uko byakabaye bizajya bigereranywa ku ntonga.

12Isikeli imwe izangana na gera makumyabiri; amasikeli mirongo itandatu azahwana na mini imwe.

### Ibyerekeye amaturo

13Dore urugero rw'amaturo muzavana ku byo mutunze: ku ntonga imwe y'ingano muzafataho kimwe cya gatandatu cy'igitebo, na kimwe cya gatandatu cy'igitebo ku ntonga y'ingano za bushoki.

14Ku mavuta muzafataho urweso rumwe, ni ukuvuga kimwe cya cumi cy'ikibindi — koko, ikibindi kimwe gihwanye n'igitebo kimwe, maze byaba icumi bigahwana n'intonga imwe.

15Muzafata intama imwe mu mukumbi w'intama magana abiri zo mu rwuri rwa Israheli, yaba iy'ituro, iy'igitambo gitwikwa cyangwa igitambo cy'ubuhoro, kugira ngo muronke imbabazi z'ibyaha. Uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze.

16Imbaga yose y'igihugu igomba guha umwami wa Israheli ayo maturo.

17Umwami na we azishingira ibitambo bitwikwa, andi maturo kimwe n'amaturo aseswa igihe cy'ibirori by'iminsi mikuru, imboneko z'ukwezi, amasabato n'andi makoraniro yose y'umuryango wa Israheli. Ni we uzatanga ibikenewe mu gitambo cyo guhongerera ibyaha no mu yandi maturo, mu gitambo gitwikwa no mu bitambo by'ubuhoro, kugira ngo umuryango wa Israheli uronke imbabazi z'ibyaha.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Ibirori by'umunsi mukuru wa Pasika

18Dore uko Nyagasani Uhoraho avuze. Ku munsi wa mbere w'ukwezi kwa mbere, uzafate akamasa katagira inenge kugira ngo uhumanure Ingoro.

19Umuherezabitambo azafate ku maraso yako, ayasige ku nkomanizo z'umuryango w'Ingoro, ku maguni ane y'igisasiro cyo hasi y'urutambiro no ku nkomanizo z'umuryango w'igikari cy'imbere.

20Uzabigenze utyo na none ku munsi wa karindwi w'ukwezi, ubigirira uwaba yacumuye kubera uburangare cyangwa se atabishakaga. Bityo muzaba muhongereye ubwandu bw'Ingoro.

21Umunsi wa cumi n'ine w'ukwezi kwa mbere uzababera umunsi mukuru wa Pasika; mu minsi irindwi muzaraya imigati idasembuye.

22Uwo munsi, umwami azatura ikimasa ho igitambo gihongerera ibyaha, akiturire ubwe, kimwe n'imbaga yose ituye igihugu.

23Mu minsi irindwi y'ibirori, azatura Uhoraho ibimasa birindwi n'impfizi z'intama ndwi, byose bitagira inenge, ibyo akazabikora buri munsi muri iyo uko ari irindwi; ature n'isekurume ho igitambo gihongerera ibyaha.

24Naho ku yandi maturo: azatura akebo kamwe k'ifu kuri buri kimasa, n'akandi kebo kamwe kuri buri mpfizi y'intama, yongereho n'urweso rw'amavuta kuri buri kebo.

### Ibirori by'umunsi mukuru w'Ingando

25Ku munsi wa cumi n'itanu w'ukwezi kwa karindwi, mu birori by'umunsi mukuru, azabigenza atyo iminsi irindwi yose, ature igitambo gihongerera ibyaha, igitambo gitwikwa, ituro ry'ifu n'iry'amavuta.»

## Ezekiyeli 46

### Andi mabwiriza

1Nyagasani Uhoraho aravuze ati «Irembo ry'igikari cy'imbere ryerekera mu burasirazuba, rizahora rifunze mu minsi itandatu y'akazi, ariko ku isabato kimwe no ku minsi y'imboneko y'ukwezi rifungurwe.

2Umwami azajya yinjirira mu kirongozi cy'irembo ryo hanze, ahagarare iruhande rw'inkomanizo z'umuryango; hanyuma abaherezabitambo bature mu kigwi cye igitambo gitwikwa n'igitambo cy'ubuhoro. Umwami azapfukama mu irebe ry'umuryango hanyuma asohoke, ariko irembo ntirizafungwa kugeza nimugoroba.

3Imbaga ituye igihugu na yo izapfukamira Uhoraho imbere y'iryo rembo, ijye ibikora kuri buri sabato no ku minsi y'imboneko y'ukwezi.

4Kuri sabato, umwami azatura Uhoraho abana b'intama batandatu n'impfizi imwe y'intama, byose bitagira inenge,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5agerekeho n'akebo kamwe k'ifu kuri iyo mpfizi y'intama, naho ku bana b'intama ature uko ashaka; azature n'urweso rumwe rw'amavuta kuri buri ntango.

6Ku minsi y'imboneko hazaturwa akamasa, abana b'intama batandatu n'impfizi y'intama byose bitagira inenge.

7Na none kuri uwo munsi, umwami azatura akebo kamwe k'ifu ku kimasa n'akandi kebo ku mpfizi y'intama, naho ku bana b'intama ature uko ashaka; ature n'akabindi kamwe k'amavuta kuri buri ntango.

8Umwami naramuka yinjiye, azinjirire mu kirongozi cy'irembo, kandi abe ari na ho asohokera.

9Igihe abatuye igihugu bazaba baje mu makoraniro imbere y'Uhoraho, abinjiriye mu irembo ryo mu majyaruguru baje gusenga, bazasohokera mu ryo mu majyepfo; naho abinjiriye mu irembo ryo mu majyepfo basohokere mu ryo mu majyaruguru. Ntihazagire usubiza mu irembo yinjiriyemo; ahubwo ajye akomeza imbere ye.

10Umwami azajyana na bo, yinjire nk'uko binjiye kandi asohoke nka bo.

11Ku minsi y'ibirori n'amakoraniro, ituro rizaba akebo kamwe k'ifu ku kimasa n'akandi kamwe ku mpfizi y'intama, naho ku bana b'intama azature uko ashaka; ature n'urweso rumwe rw'amavuta kuri buri ntango.

12Igihe umwami azaba yishakiye gutura Uhoraho igitambo gitwikwa cyangwa igitambo cy'ubuhoro, bazamukingurire irembo ryerekera mu burasirazuba, maze ature ibitambo bye nk'uko asanzwe abigenza ku isabato, narangiza asohoke bahite bakinga.

13Buri munsi azatura Uhoraho intama y'umwaka umwe kandi itagira inenge, ayitureho igitambo gitwikwa; azajya agitura buri gitondo.

14Byongeye kandi, azatura buri gitondo kimwe cya gatandatu cy'akebo k'ifu na kimwe cya gatatu cy'urweso rw'amavuta yo kuvangisha ifu. Iryo ni ryo turo ry'Uhoraho, rikaba n'itegeko ridakuka kandi rihoraho.

15Bazatura umwana w'intama, hamwe na ya maturo y'ifu n'amavuta, bibe igitambo gihoraho cya buri gitondo.»

16Nyagasani Uhoraho aravuze ati «Niba umwami agiriye ubuntu umwe mu bahungu be, akamuha ku mugabane we, icyo amuhaye kizaba icy'abahungu be, kibe umurage wabo.

17Nyamara niba ubwo buntu abugiriye umwe mu bagaragu be akamuha ku mugabane we, icyo ahawe kizakomeza kuba icye kugeza mu mwaka ababariwemo, hanyuma gisubizwe umwami. Abahungu b'umwami bonyine ni bo bazagumana icyo bahawe ho umurage.

18Umwami ntazagire ikintu na kimwe afata ku mugabane wa rubanda, ngo abambure
ibiri ibyabo; ibyo atunze ni byo azahaho umurage abahungu be, kugira ngo
hatazagira n'umwe mu muryango wanjye uva aho anyagwa ibye.»

19Hanyuma wa muntu anyuza mu cyanzu cyari iruhande rw'irembo, anzana ku
byumba bitagatifu biri mu majyaruguru, byagenewe abaherezabitambo; nuko ngo
ndebe hirya aherekera mu burengerazuba, mbona ahantu hasigaye umwanya utagira
ikiwurimo.

20Arambwira ati «Hariya, abaherezabitambo ni ho bazajya batekera ibitambo
bihongerera ibyaha, ibitambo bindi n'amaturo, kugira ngo batabijyana mu gikari cyo
hanze, imbaga ikava aho ikora kuri ayo maturo matagatifu.»

21Hanyuma anjyana mu gikari cyo hanze, anyuza mu mfuruka uko ari enye z'igikari,

22hakaba ingombe enye ntoya zifite uburebure bw'imikono mirongo ine kuri
mirongo itatu y'ubugari, kandi zose uko ari enye zikagira ingero zimwe.

23Izo ngombe uko ari enye zari zikikijwe n'inkike, mu nsi yayo hubatse amaziko
impande zose. Wa muntu arambwira ati «Ayo ni amaziko, abagaragu bakora mu
Ngoro bazajya batekaho ibitambo by'imbaga.»

## Ezekiyeli 47

### Isoko y'amazi yavubukaga mu Ngoro

1Ubwo aranjyana no ku muryango w'Ingoro, nuko mbona amazi yavubukaga mu nsi
y'igitabo cy'umuryango w'Ingoro aherekera mu burasirazuba, kuko Ingoro nyine
yarebaga mu burasirazuba. Ayo mazi yatembaga agana iburyo bw'Ingoro, akanyura
mu majyepfo y'urutambiro.

2Uwo muntu aransohokana anyujije mu irembo ryo mu majyaruguru, antambagiza
aho hanze kugeza ku irembo ryo hanze ryarebaga mu burasirazuba; ndebye mbona
ya mazi atemba agana iburyo.

3Ubwo wa muntu agenda yerekeje mu burasirazuba, apima imikono igihumbi
akoresheje umugozi yari afite mu ntoki; hanyuma aranjyana anyambutsa ya mazi
yangeraga ku bugombambari.

4Arongera apima indi mikono igihumbi, ari na ko anyambutsa ya mazi yangeraga
noneho mu mavi. Arakomeza apima indi mikono igihumbi, anyambutsa ya mazi
yangeraga mu rukenyerero.

5Hanyuma apima indi mikono igihumbi, noneho ya mazi aba abaye umugezi
ntagishoboye kwambuka, kuko amazi yari yiyongereye aba maremare, aba mbese
uruzi rutavogerwa.

6Nuko arambwira ati «Mwana w'umuntu, urabibonye se?» Hanyuma aranjyana no

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ku nkombe y'umugezi.

7Igihe mpindukiye, mbona ku nkombe zombi z'umugezi hari ibiti byinshi cyane.

8Wa muntu arambwira ati «Ariya mazi aratemba agana mu ntara y'iburasirazuba,
akamanukira muri Araba maze akiroha mu nyanja y'Umunyu; yamara kuyirohamo,
amazi yayo agahinduka meza.

9Ikinyabuzima cyose kizaba kiri aho uwo mugezi unyura kizabaho; amafi azaba
menshi cyane kuko aho ayo mazi yinjiye ayo ahasanze aba meza, n'ubuzima
buzasagambe aho uwo mugezi uzanyura hose.

10Abarobyi bazakikiza inkombe zawo, kuva i Enigadi kugera i Enigalayimu bateze
inshundura zabo, kuko hazabamo amafi menshi cyane, mbese nk'ayo mu nyanja Nini.

11Nyamara ibishanga byawo n'inkuka byo ntibizasukurwa, ahubwo bizarumbukamo
umunyu.

12Ku nkombe zombi z'umugezi hazamera amoko yose y'ibiti byera imbuto ziribwa,
amababi yabyo ntazigera arabirana n'imbuto zabyo ntizizahundura. Bizajya bihora
byera buri kwezi, bibikesha aya mazi avubuka mu Ngoro. Imbuto zabyo bazazirya,
naho amababi bayakuremo umuti.»

### Imbibi z'igihugu

13Nyagasani Uhoraho aravuze ati «Dore igihugu muzagabanya imiryango uko ari
cumi n'ibiri ya Israheli, ariko Yozefu akazahabwa imigabane ibiri.

14Muzagira mwese umugabane ungana, kuko nabirahiye abakurambere banyu ko
nzawubaha, n'iki gihugu mukaba mugomba kugihabwa ho umurage.

15Dore rero imbibi z'igihugu: ku ruhande rw'amajyaruguru uhereye ku nyanja Nini,
urubibi ruzakurikira umuhanda w'i Hetiloni unyura i Hamati n'i Sedadi,

16rukomeze i Berota n'i Siburayimu — ari yo migi iri hagati y'igihugu cya Damasi
n'icya Hamati — rukomeze i Haserihatikoni rugana ku gihugu cya Hawurani.

17Muri make rero, urubibi ruzaturuka ku nyanja Nini, rugere i Hasarenani mu
burasirazuba; igihugu cya Damasi n'icya Hamati bibe mu majyaruguru yarwo. Urwo
ni urubibi rw'amajyaruguru.

18Ku ruhande rw'iburasirazuba, urubibi ruzanyura hagati ya Hawurani na Damasi,
no hagati ya Gilihadi n'igihugu cya Israheli; naho Yorudani ibe urugabano kugera ku
nyanja y'iburasirazuba, ahagana i Tamari: urwo ni urubibi rw'iburasirazuba.

19Ku ruhande rw'amajyepfo ruzaturuka i Tamari rugere ku mazi ya Meriba y'i
Kedeshi, rwerekere ku mugezi rugarukire ku nyanja Nini: urwo ni urubibi
rw'amajyepfo.

20Ku ruhande rw'iburengerazuba, inyanja Nini izaba urugabano kugera ahateganye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'i Hamati: urwo ni urubibi rw'iburengerazuba.

21Mwebwe rero, imiryango cumi n'ibiri ya Israheli, ni mwe muzigabanya icyo gihugu.

22Muzakigabanya ubwanyu, kimwe n'abanyamahanga batuye muri mwe bakabyarira abana iwanyu, kuko mugomba kubafata nk'aho ari Abayisraheli. Na bo bazakora ubufindo hamwe namwe, kugira ngo bagire umugabane mu miryango ya Israheli.

23Umuryango umunyamahanga azaba atuyemo, ni wo azahabwamo umugabane we. Uwo ni Nyagasani ubivuze.

## Ezekiyeli 48

### Imiryango ya Israheli igabana igihugu

1Dore amazina y'imiryango ya Israheli (n'imigabane yayo): uhereye mu majyaruguru, mu cyerekezo cy'i Hetiloni ugana i Hamati n'i Hasarenani, naho igihugu cya Damasi ukagisiga mu majyaruguru, ugakikira Hamati kuva ku rubibi rw'iburasirazuba ukageza ku rw'iburengerazuba: uwo ni umugabane wa Dani.

2Kuva ku rugabano rwa Dani, uhereye ku rubibi rw'iburasirazuba ukageza ku urw'iburengerazuba: ni umugabane wa Asheri.

3Kuva ku rugabano rwa Asheri, uhereye ku rubibi rw'iburasirazuba ukageza ku urw'iburengerazuba: ni umugabane wa Nefutali.

4Kuva ku rugabano rwa Nefutali, uhereye ku rubibi rw'iburasirazuba ukageza ku urw'iburengerazuba: ni umugabane wa Manase.

5Kuva ku rugabano rwa Manase, uhereye ku rubibi rw'iburasirazuba ukageza ku urw'iburengerazuba: ni umugabane wa Efurayimu.

6Kuva ku rugabano rwa Efurayimu, uhereye ku rubibi rw'iburasirazuba ukageza ku urw'iburengerazuba: ni umugabane wa Rubeni.

7Kuva ku rugabano rwa Rubeni, uhereye ku rubibi rw'iburasirazuba ukageza ku urw'iburengerazuba: ni umugabane wa Yuda.

8Naho kuva ku rubibi rwa Yuda, uhereye ku rubibi rw'iburasirazuba ukageza ku urw'iburengerazuba, muzahasige umugabane w'imikono ibihumbi makumyabiri na bitanu by'ubugari, ufite kandi n'uburebure nk'ubwa buri mugabane: ni ukuvuga uburebure buhereye ku rubibi rw'iburasirazuba bukageza ku urw'iburengerazuba; Ingoro ikazaba rwagati muri uwo mugabane.

9Umugabane muzasigira Uhoraho, uzagira uburebure bw'imikono ibihumbi makumyabiri na bitanu, ku bihumbi cumi by'ubugari.

10Abaherezabitambo ni bo bene uwo mugabane mutagatifu, ukazagira mu majyaruguru imikono ibihumbi makumyabiri na bitanu by'uburebure, no mu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

burengerazuba ubugari bw'imikono ibihumbi cumi; iburasirazuba uzagira ubugari bw'imikono ibihumbi cumi, naho mu majyepfo imikono ibihumbi makumyabiri na bitanu by'uburebure: Ingoro y'Uhoraho ikazaba rwagati muri uwo mugabane.

11Uzaba uw'abaherezabitambo banyeguriwe, ari bo bene Sadoki bakomeye ku murimo wanjye, bakirinda kugwa mu buyobe bw'Abayisraheli, mbese nk'uko abalevi babyirinze.

12Abo rero bazahabwa umunani ku mugabane mutagatifu rwose w'igihugu, hafi y'igihugu cy'abalevi.

13Abalevi na bo bazagira umugabane ungana n'uw'abaherezabitambo, ufite uburebure bw'imikono ibihumbi makumyabiri na bitanu, ku mikono ibihumbi cumi by'ubugari; uburebure bwose hamwe bube imikono ibihumbi makumyabiri na bitanu, ku bugari bw'imikono ibihumbi cumi.

14Nta cyo bazashobora kugurishaho cyangwa ngo kiguranwe, kandi n'ibyeze muri ubwo butaka ntibizagire undi bihabwa, kuko bweguriwe Uhoraho.

15Naho imikono ibihumbi bitanu bisigaye by'ubugari, ku mikono ibihumbi makumyabiri na bitanu by'uburebure, bizaba indeka y'umugi, ibibanza byo guturamo n'inzuri z'amatungo; umugi ukazaba rwagati muri uwo mugabane.

16Dore rero ingero z'umugi: ku ruhande rw'amajyaruguru, uzagira imikono ibihumbi bine na magana atanu, no ku urw'amajyepfo ugire imikono ibihumbi bine na magana atanu. Ku ruhande rw'iburasirazuba uzagira imikono ibihumbi bine na magana atanu, no ku urw'iburengerazuba ugire imikono ibihumbi bine na magana atanu.

17Urwuri rw'umugi ruzagira imikono magana abiri na mirongo itanu ugana mu majyaruguru, ku mikono magana abiri na mirongo itanu ugana mu majyepfo; rugire n'imikono magana abiri na mirongo itanu ugana mu burasirazuba, ku mikono magana abiri na mirongo itanu ugana mu burengerazuba.

18Ku mukika w'umugabane weguriwe Imana, hazasaguka ahantu h'uburebure bw'imikono ibihumbi cumi ugana mu majyaruguru, ku mikono ibihumbi cumi ugana mu burasirazuba, hakazajya hava ibitunga abakozi b'umugi.

19Abakozi bo mu mugi bazahahinga, bazava mu miryango yose ya Israheli.

20Umugabane wose rero uzagira imikono ibihumbi makumyabiri na bitanu ku bihumbi makumyabiri na bitanu, mukazafata igice cy'impande enye zingana kuri uwo mugabane mutagatifu, kikazaba icy'umugi.

21Ahasigaye hirya no hino h'umugabane mutagatifu n'indeka y'umugi hazaba ah'umwami; aho ni ku mukika w'imikono ibihumbi makumyabiri na bitanu by'iburasirazuba, kugeza ku rugabano rw'iburengerazuba, no ku mukika w'imikono ibihumbi makumyabiri na bitanu by'iburengerazuba, kugeza ku rugabano rw'iburengerazuba. Umwami rero azagira umugabane we iruhande rw'iyindi, maze

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

muri yo rwagati hazabe umugabane weguriwe Imana n'ahagenewe Ingoro.

22Bityo rero, umugabane w'abalevi n'indeka y'umugi bizaba rwagati y'ahagenewe umwami, no hagati y'igihugu cya Yuda n'icya Benyamini.

23Ku yindi miryango isigaye; uhereye ku rubibi rw'iburasirazuba ukageza ku urw'iburengerazuba: ni umugabane wa Benyamini.

24Kuva ku rugabano rwa Benyamini, uhereye ku rubibi rw'iburasirazuba ukageza ku urw'iburengerazuba: ni umugabane wa Simewoni.

25Kuva ku rugabano rwa Simewoni, uhereye ku rubibi rw'iburasirazuba ukageza ku rw'iburengerazuba: ni umugabane wa Isakari.

26Kuva ku rugabano rwa Isakari, uhereye ku rubibi rw'iburasirazuba ukageza ku urw'iburengerazuba: ni umugabane wa Zabuloni.

27Kuva ku rugabano rwa Zabuloni, uhereye ku rubibi rw'iburasirazuba ukageza ku urw'iburengerazuba: ni umugabane wa Gadi.

28Naho kuva ku rugabano rwa Gadi, ku ruhande rw'amajyepfo, urubibi ruzahere i Tamari no ku mazi ya Meriba y'i Kadeshi, rukomeze umugezi wose kugera ku nyanja Nini.

29Ngicyo igihugu muzagabanya imiryango ya Israheli mukoresheje ubufindo, ikazaba ari yo migabane yabo. Uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze.

### Amarembo ya Yeruzalemu

30Dore rero n'amarembo y'umugi: uruhande rw'amajyaruguru y'umugi ruzagira imikono ibihumbi bine na magana atanu, hakazajya amarembo atatu.

31Amarembo y'umugi azitiririrwa amazina y'imiryango ya Israheli; mu majyaruguru hakazajya irembo rya Rubeni, irya Yuda n'irya Levi.

32Uruhande rw'iburasirazuba na rwo ruzagira imikono ibihumbi bine na magana atanu, n'amarembo atatu: irya Yozefu, irya Benyamini n'irya Dani.

33Uruhande rw'amajyepfo ruzagira imikono ibihumbi bine na magana atanu, n'amarembo atatu: irya Simewoni, irya Isakari n'irya Zabuloni.

34Uruhande rw'iburengerazuba na rwo ruzagira imikono ibihumbi bine na magana atanu, n'amarembo atatu: irya Gadi, n'irya Asheri n'irya Nefutali.

35Umuzenguruko wose w'umugi ukazagira imikono ibihumbi cumi n'umunani. Kuva uwo munsi kandi, umugi ukazitwa 'Uhoraho arahibereye.'»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Daniyeli 1

### (UKO CYANDITSWE MU GIHEBUREYI)

#### Abana b'Abahebureyi ku rurembo kwa Nebukadinetsari

1Mu mwaka wa gatatu w'ingoma ya Yoyakimu, umwami wa Yuda, Nebukadinetsari
umwami w'i Babiloni atera Yeruzalemu, arayigota.

2Nuko Nyagasani amwegurira Yoyakimu, umwami wa Yuda, hamwe n'igice
cy'ibikoresho byo mu Ngoro y'Imana; abijyana mu gihugu cya Shineyari maze
abishyira mu nzu y'ibigirwamana bye.

3Umwami ategeka Ashipenazi, umutware w'inyarurembo ze, kuzana bamwe mu
bana b'Abayisraheli bo mu bwoko bwa cyami cyangwa abakomoka mu miryango
ikomeye;

4mbese abasore batarangwaho inenge kandi bafite n'uburanga, bigishijwe ubuhanga
bwose, bakaba abahanga mu bumenyi n'abashishozi mu by'ubwenge, bakagira
n'imbaraga ku buryo bashobora kuba mu nyarurembo z'umwami, kugira ngo
bigishwe inyandiko n'ururimi by'Abakalideya.

5Umwami abagenera igaburo rya buri munsi, rizajya rivanwa ku biribwa bye bwite
no kuri divayi yanywagaho. Ubwo bagenerwa kwigishwa imyaka itatu yose,
yazashira bakabona gutangira imirimo y'umwami.

6Abo basore barimo Abanyayudeya, ari bo: Daniyeli, Ananiya, Misayeli na Azariya.

7Nuko umutware w'inyarurembo abita andi mazina: Daniyeli amwita irya Balitazari,
Ananiya amwita irya Shadaraki, Misayeli amwita irya Meshaki, naho Azariya amwita
irya Abedinego.

8Ubwo rero, Daniyeli yiyemeza kutihumanya arya ku biribwa by'umwami, ananywa
kuri divayi ye, yinginga umutware w'inyarurembo ngo amurinde ubwo bwandure.

9Imana iha Daniyeli kugira ubutoni kuri uwo mutware w'inyarurembo, amugirira
impuhwe.

10Ariko umutware w'inyarurembo abwira Daniyeli, ati «Ndatinya umwami, databuja,
wabageneye ibiribwa n'ibinyobwa. Aramutse rero abonye munanutse kurusha
abandi basore bo mu kigero cyanyu, ni jye umwami yahanisha urupfu ampora
mwebwe.»

11Daniyeli ni ko kubwira uwari washyizweho n'umutware w'inyarurembo kurinda
Daniyeli, Ananiya, Misayeli na Azariya, ati

12«Ndakwinginze ngo ugerageze abagaragu bawe mu minsi cumi; batugaburire
imboga kandi baduhe n'amazi abe ari yo tunywa,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13hanyuma uzagereranye imimerere yacu n'iy'abasore barya ku biribwa by'umwami,
maze uzategeke abagaragu bawe ukurikije ibyo uzaba wabonye.»

14Uwabarindaga yemera ibyo bari bamusabye, abagerageza iminsi cumi.

15Nyuma y'iminsi cumi bari bameze neza kandi babyibushye, kurusha ba basore
baryaga ku biribwa by'umwami.

16Kuva ubwo, uwo murinzi akuraho ibiribwa bari baragenewe na divayi bagombaga
kunywa, akajya abaha imboga.

17Abo basore uko ari bane, Imana ibaha ubumenyi n'ubujijukirwe mu byerekeye
inyandiko n'ubuhanga; ariko Daniyeli we akagira n'ubushobozi bwo gusobanura
amabonekerwa n'inzozi.

18Igihe umwami yategetse ko bazabamuzanira kirangiye, umutware w'inyarurembo
abageza kuri Nebukadinetsari.

19Umwami aganira na bo, maze muri abo basore bose ntihabonekamo abameze nka
Daniyeli, Ananiya, Misayeli na Azariya. Nuko batangira imirimo y'umwami,

20yagira icyo ababaza ku byerekeye ubuhanga n'ubwitonzi, agasanga basumbye
incuro cumi abanyabugeni n'abapfumu b'igihugu cye cyose.

21Daniyeli yibera aho ngaho kugeza mu mwaka wa mbere w'ingoma ya Sirusi.

## Daniyeli 2

### INZOZI ZA NEBUKADINETSARI: ISHUSHORIBUMBYE MU BINTU BINYURANYE

#### Umwami asobanuza abapfumu be

1Mu mwaka wa kabiri w'ingoma ye, umwami Nebukadinetsari arota inzozi
zimuhagarika umutima, ntiyongera gutora agatotsi.

2Umwami ategeka ko bahamagara abanyabugeni n'abapfumu, abashitsi
n'Abakalideya, kugira ngo bamusobanurire inzozi ze; nuko baraza bahagarara
imbere y'umwami.

3Umwami arababwira ati «Narose inzozi, none mpagaritswe umutima no kumenya
icyo zisobanura.»

4Abakalideya basubiza umwami (mu rurimi rw'icyaramu) bati «Uragahorana
ingoma, shobuja! Ngaho rotorera abagaragu bawe izo nzozi, maze bakubwire icyo
zisobanura.»

5Umwami asubiza abo Bakalideya, ati «Dore icyo mbabwiye: nimutambwira izo
nzozin'icyo zisobanura, barabacagaguramo uduce ndetse n'ingo zanyu zihinduke
amatongo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6Ariko nimuramuka mumbwiye inzozi zanjye n'icyo zisobanura, nzabagororera ibintu bitagira ingano, mbaheshe n'icyubahiro cyinshi. Ngaho rero, nimumbwire icyo narose, n'icyo izo nzozi zisobanura.»

7Barongera bati «Umwami narotorere abagaragu be inzozi ze maze tumubwire icyo zisobanura.»

8Ariko umwami arasubiza ati «Ndabona neza ko mugerageza guta igihe kuko muzi ibyo navuze.

9Nimutambwira inzozi zanjye, muracirwaho iteka ryavuzwe. Mwumvikanye ngo muhimbe amagambo y'ibinyoma kandi ateye ishozi imbere yanjye, kugira ngo mubone uko muta igihe. Ngaho nimube ari mwe mumbwira ibyo narose, ndamenya ko mushobora kumenya n'icyo bisobanura.»

10Abakalideya basubiza umwami bati «Nta muntu n'umwe ku isi washobora gukora ibyo udutegeka. Byongeye kandi, nta n'umwami, umutegetsi cyangwa umutware wigeze abaza ikibazo nk'icyo abanyabugeni, abapfumu cyangwa se Umukalideya.

11Ikibazo umwami abaza ni amananiza, ku buryo nta n'uwashobora kukimusubiza uretse za mana, na zo zidatuye mu bantu.»

12Nuko umwami ararakara, arabisha cyane, ategeka ko bica abapfumu bose b'i Babiloni.

13Itegeko ryo kwica abo bapfumu ngo rimare gutangazwa, bashakashaka Daniyeli na bagenzi be ngo na bo bicwe.

### Daniyeli asobanura inzozi z'umwami

14Ariko ubwo bari mu nzira bajya kwica abapfumu b'i Babiloni, Daniyeli abwira Ariyoki, umutware w'abishi b'umwami, amagambo yuje ubwitonzi.

15Abwira Ariyoki, umusirikare mukuru w'umwami, ati «Ni kuki umwami yatanze iryo tegeko ryihutirwa?» Ariyoki abitekerereza Daniyeli,

16maze Daniyeli ahera ko ajya gusaba umwami ngo amuhe igihe, kugira ngo azabashe kumuha igisobanuro cy'inzozi ze.

17Nuko Daniyeli ataha iwe, abitekerereza bagenzi be ari bo Ananiya, Misayeli na Azariya,

18abasaba gutakambira impuhwe z'Imana Nyir'ijuru kubera iryo yobera, no kugira ngo Daniyeli na bagenzi be baticwa hamwe n'abapfumu b'i Babiloni.

19Nuko Daniyeli ahishurirwa iryo yobera nijoro mu ibonekerwa; maze asingiza Imana Nyir'ijuru,

20avuga ati «Izina ry'Imana nirisingizwe iteka ryose, kuko ari Yo Nyir'ubuhanga na Nyir'imbaraga.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

21Ni yo ituma ibihe bigenda bisimburana, ikanyaga abami bamwe, ikimika abandi,
abahanga ibahundazaho ubuhanga, n'abanyabwenge ikabaha ubushishozi.

22Ni yo ihishura ibihishe kure n'amabanga, ikamenya ibiri mu mwijima, n'urumuri
rukabana na yo.

23Ndagushimira kandi ndagusingiza, wowe Mana y'abasokuruza, kuko wampaye
ubuhanga n'imbaraga. Dore ngaha wampishuriye ibyo twagusabye, umenyesha
ibyari bihangayikishije umwami.»

24Nuko Daniyeli ajya kwa Ariyoki, umwe wari washyizweho n'umwami ngo yice
abapfumu b'i Babiloni, arinjira maze aramubwira ati «Umenye ntiwice abapfumu b'i
Babiloni, ahubwo njyana imbere y'umwami maze mubwire igisobanuro cy'inzozi ze.»

25Ariyoki yihutira kugeza Daniyeli imbere y'umwami, aramubwira ati «Nabonye mu
bazanywe bunyago bo mu gihugu cya Yuda, umuntu wabwira umwami igisobanuro
cy'inzozi ze.»

26Umwami ni ko kubaza Daniyeli, bari barise Balitazari, ati «Urumva washobora
kumenyesha inzozi narose n'igisobanuro cyazo?»

27Daniyeli asubiza umwami, ati «Iyobera rihangayikishije umwami, abahanga
n'abapfumu, abanyabugeni n'abashitsi ntibashobora kurimuhishurira;

28nyamara hari Imana yo mu ijuru ihishura amayobera, ari na yo yamenyesheje
umwami Nebukadinetsari ibigomba kuzaba mu bihe bizaza. Inzozi n'amabonekerwa
wagiriye ku buriri bwawe ni ibi ngibi:

29Shobuja, ubwo wari ku buriri bwawe, ibitekerezo byawe byakwerekeje ku bigiye
kuzaba, kandi Ugenewe guhishura amayobera yakumenyesheje ibizaba.

30Jyewe rero, ariko atari ukubera ko hari icyo naba ndusha abandi, nahishuriwe iryo
yobera, kugira ngo nsobanurire umwami icyo rishaka kuvuga, no kugira ngo umenye
ibitekerezo by'umutima wawe.

31Shobuja rero, warabonekewe: dore weretswe ishusho rinini cyane kandi
ribengerana byahebuje, ryari rihagaze imbere yawe, kurireba bigatera ubwoba.

32Umutwe w'iryo shusho wari zahabu iyunguruye, igituza n'amaboko ari feza, inda
n'amatako ari umuringa,

33amaguru akaba icyuma naho ibirenge ari icyuma kivanze n'ibumba.

34Uko wakaryitegereje, ako kanya hahanantuka ibuye nta n'ikiganza kirikozeho,
ryikocora kuri bya birenge by'icyuma kivanze n'ibumba bya rya shusho,
rirabijanjagura.

35Nuko icyuma n'ibumba, umuringa, feza na zahabu bijanjagurikira icyarimwe,
bihinduka nk'umurama wo ku mbuga mu cyi; umuyaga urabitwara ntihasigara na

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

busa. Ibuye ryari rikocoye iryo shusho rihinduka umusozi munini, wuzura isi yose.

36Inzozi warose rero, ni izo ngizo, naho igisobanuro cyazo tugiye kukivugira imbere yawe.

37Ni wowe ubwirwa, shobuja, mwami w'abami; Imana Nyir'ijuru yaguhaye ingoma n'ubutegetsi, ububasha n'icyubahiro;

38ishyira mu biganza byawe abantu, inyamaswa zo mu gasozi n'inyoni zo mu kirere aho ziba hose, kandi ikugira umugenga wa byose: umutwe wa zahabu rero, ni wowe.

39Nyuma yawe hazaduka indi ngoma idakomeye nk'iyawe, ikurikirwe n'ingoma y'umuringa, ibe iya gatatu, ikazagenga isi yose.

40Hazaza n'iya kane ikomeye nk'icyuma; mbese nk'uko icyuma kijanjagura byose kikabihindura ivu, iyo ngoma na yo, izo zose izazijanjagura, izihindure ivu.

41Bya birenge wabonye, bikozwe mu ibumba rivanze n'icyuma, ni ingoma izacisha ukubiri; ikazigiramo ubukomere bw'icyuma nk'uko wabonye icyuma kivanze n'ibumba ritwitse.

42Ibyo birenge rero, bikozwe mu cyuma kivanze n'ibumba ry'umubumbyi, byerekana ko iyo ngoma izakomera ku ruhande rumwe, ku rundi ikoroha.

43Nk'uko wabonye icyuma kivanze n'ibumba ritwitse, abami b'iyo ngoma bazavanga amaraso yabo n'ay'abandi, ariko ay'ubusa boye gusabana, mbese nk'uko icyuma kitakwivanga n'ibumba ngo bihwane.

44Mu gihe cy'abo bami, Imana Nyir'ijuru izashinga ingoma itazigera irimburwa bibaho, cyangwa ngo yegukanwe n'undi muryango. Izajanjagura kandi itsembe izo ngoma zose, ariko yo izabaho iteka;

45mbese nk'uko wabonye ibuye rihanantuka ku musozi nta n'ikiganza kirikozeho, rigahindura ivu icyuma, umuringa, ibumba ritwitse, feza na zahabu. Bityo rero, Imana isumba byose yamenyesheje umwami ibigomba kuzaba. Ngizo inzozi zawe nk'uko wazirose n'igisobanuro nyakuri cyazo.»

### Umwami atangaza ukwemera kwe

46Nuko umwami Nebukadinetsari agwa hasi yubamye, apfukama imbere ya Daniyeli, maze ategeka ko bamuzanira amaturo, bakamutura n'igitambo cy'impumuro nziza.

47Umwami abwira Daniyeli ati «Mu by'ukuri, Imana yanyu ni Imana ihatse izindi mana zose ikaba n'umutegetsi w'abami, ni yo ihishura ibyihishe kubera ko washoboye guhishura iri yobera.»

48Nuko umwami aha Daniyeli umwanya ukomeye mu rwego rwo hejuru, amuha amaturo menshi kandi meza, anamugira umutware w'intara ya Babiloni n'umukuru w'abahanga baho bose.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

49Hanyuma Daniyeli asaba umwami guha Shadaraki, Meshaki na Abedinego ubutware bw'intara ya Babiloni, naho we ubwe yibera ku rurembo rw'ibwami.

## Daniyeli 3

### ITEGEKO RYO GUSENGA ISHUSHO RYAZAHABU

#### Nebukadinetsari yimika ishusho rya zahabu

1Umwami Nebukadinetsari abumbisha ishusho rya zahabu, rifite imikono mirongo itandatu y'ubuhagarike ku mikono itandatu y'ubugari, arishyira mu kibaya cya Dura, mu ntara ya Babiloni.

2Hanyuma umwami Nebukadinetsari atuma ku batware b'intebe, abategetsi, abatware, abajyanama, ababitsi, abacamanza n'abahanga mu mategeko, mbese abategetsi bose b'iyo ntara, ngo baze bakoranire mu birori byo kwerekana iryo shusho umwami Nebukadinetsari yimitse.

3Nuko abatware b'intebe, abategetsi, abatware, abajyanama, ababitsi, abacamanza n'abahanga mu mategeko, mbese abategetsi b'iyo ntara bose barakorana, kugira ngo bajye mu birori byo kwerekana ishusho, umwami Nebukadinetsari yari yimitse; baraza barihagarara imbere.

4Umumotsi w'umwami atera hejuru, agira ati «Yemwe bantu bo mu miryango yose, mu mahanga yose no mu ndimi zose, nimutege amatwi ibyategetswe:

5Nimwumva ijwi ry'akarumbeti, umwirongi, igitari, umuduri, iningiri, inanga n'ibindi byose biririmba, muzapfukame, mwubike umutwe ku butaka, maze muramye ishusho rya zahabu umwami Nebukadinetsari yimitse.

6Utazaripfukamira ngo ariramye, azahita ajugunywa mu itanura rigurumana.»

7Nuko ngo bumve ijwi ry'akarumbeti, umwirongi, igitari, umuduri, iningiri, inanga n'ibindi biririmba byose, abantu b'imiryango yose, amahanga yose n'indimi zose, bubika umutwe ku butaka baramya ishusho rya zahabu umwami Nebukadinetsari yari yimitse.

#### Abayahudi baregwa bagacirwa urwo gupfa

8Ariko bamwe mu Bakalideya baza kurega Abayahudi,

9babwira umwami Nebukadinetsari, bati «Uragahorana ingoma, shobuja!

10Shobuja, uzi ko watangaje ko umuntu wese uzumva ijwi ry'akarumbeti, umwirongi, igitari, umuduri, iningiri, inanga n'ibindi byose biririmba, agomba gupfukama akaramya ishusho rya zahabu,

11kandi ko abatazaripfukamira ntibanariramye bazajugunywa mu itanura rigurumana.

12Nyamara rero, shobuja, Abayahudi washinze ubutegetsi bw'intara ya Babiloni, ari

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bo Shadaraki, Meshaki na Abedinego, ntibitaye ku mategeko yawe, ntibakorera imana yawe kandi banze no kuramya ishusho rya zahabu wimitse.»

13Umwami Nebukadinetsari ararakara cyane, ahera ko atumiza Shadaraki, Meshaki na Abedinego; ako kanya babazanira umwami.

14Nebukadinetsari arababaza ati «Mbese byaba ari ukuri koko, Shadaraki, Meshaki na Abedinego, ko mwaba mudakorera imana zanjye kandi ntimuramye ishusho rya zahabu nimitse?

15Noneho se, mwiteguye ko nimwumva ijwi ry'akarumbeti, umwirongi, igitari, umuduri, iningiri, inanga n'ibindi biririmba, muzapfukama maze mukaramya ishusho nabumbishije, mutariramya mugahita mujugunywa mu itanura rigurumana? Icyo gihe se, ni iyihe mana izabamvana mu nzara?»

16Shadaraki, Meshaki na Abedinego basubiza umwami bati «Shobuja Nebukadinetsari, nta bwo ari ngombwa kugira icyo tugusubiza kuri iyo ngingo.

17Shobuja, niba Imana yacu dukorera ishobora kudukiza itanura rigurumana ikatuvana no mu nzara zawe, izaturokora;

18nitanabikora kandi, shobuja, umenye ko tutazakorera imana zawe cyangwa ngo turamye ishusho rya zahabu wimitse.»

19Nuko umwami Nebukadinetsari ararakara cyane, arabisha kubera Shadaraki, Meshaki na Abedinego; ategeka ko bacanira itanura rigatukura kurusha uko bisanzwe,

20ategeka abanyangufu mu ngabo ze kuboha Shadaraki, Meshaki na Abedinego, bakabajugunya mu itanura rigurumana.

21Nuko bababohana n'amakanzu yabo, ibitambaro byabo byo mu mutwe, ibishura byabo n'imyambaro yabo yose, babajugunya mu itanura rigurumana.

22Kubera ko itegeko ry'umwami ryari rikaze kandi itanura rikaba ryaragurumanaga ku buryo budasanzwe, abo bantu bari barijyanyemo Shadaraki, Meshaki na Abedinego bicwa n'indimi z'umuriro.

23Naho abo bagabo uko ari batatu, ari bo Shadaraki, Meshaki na Abedinego, bagwa uko bakaboshye mu itanura rigurumana.

## (AKA GACE GAKURIKIRAHO KANDITSWE MUKIGEREKI)

### Indirimbo ya Azariya mu itanura

24Nuko bakagendagenda rwagati mu ndimi z'umuriro, ari na ko basingiza Imana kandi bashimira Nyagasani.

25Azariya yari ahagaze, abumbura umunwa rwagati mu ndimi z'umuriro, maze asenga agira ati

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

26«Singizwa uhimbazwe, Nyagasani, Mana y'abasekuruza bacu, izina ryawe
ryubahwe iteka ryose;

27kuko uri intabera mu byo wadukoreye byose. Ibikorwa byawe byose bihuje
n'ukuri, inzira zawe zose ziratunganye, n'imanza zawe zose ni intabera.

28Waciye urubanza runyuze mu kuri mu bizazane byose watumye bitugwirira,
twebwe na Yeruzalemu, umugi mutagatifu w'abasekuruza bacu, kuko waduhannye
ukurikije ukuri n'ubutungane, uduhora ibyaha byacu.

29Ni koko twaracumuye, turahemuka turakwitarura, rwose twaracumuye bikabije,
ntitwumvira amategeko yawe.

30Koko nta bwo twayakurikije, ntitwarangiza n'ibyo dutegetswe gukora, kugira ngo
tumererwe neza.

31Ni koko, ibyo watumye bitugwirira, n'ibyo wadukoreye byose, wabikoze unyuze
mu kuri.

32Watugabije ibiganza by'abanzi bacu, abantu batagira amategeko n'abagome
birenze urugero, utugabiza umwami udakurikiza ubutabera, utambukije ubugome
abandi bami bose bo ku isi.

33None ubu ntidushobora no kubumbura umunwa, twakojejwe isoni n'ikimwaro, ni
byo mugabane w'abagukorera bakagusenga.

34Nyagasani, girira izina ryawe, ureke guhora udutererana, kandi ntuvuguruze
Isezerano ryawe.

35Witwambura ubuntu bwawe, ugirire urukundo wakunze Abrahamu incuti yawe,
Izaki umugaragu wawe, na Yakobo intungane yawe,

36ari bo wasezeranyije kuzaha umuryango munini, ungana n'inyenyeri zo mu kirere,
cyangwa umusenyi wo ku nkombe y'inyanja.

37Nyagasani, dore mu mahanga yose twahindutse ubusa busa, dore turasuzugurwa
n'isi yose, kubera ibyaha byacu.

38Ubu ntitukigira umutware, umuhanuzi cyangwa uwatuyobora, nta bitambo
bitwikwa cyangwa ibindi bitambo, nta maturo cyangwa se ububani, nta n'ahantu
hatunganye twaguturira ibitambo,

39kugira ngo turonke imbabazi zawe. Ariko nibura, Nyagasani, unyurwe n'umutima
ubabaye kandi wicishije bugufi,

40nk'ibitambo bitwikwa bya za rugeyo n'ibimasa, ibihumbi n'ibihumbagiza by'abana
b'intama b'imishishe. Ibyo nibibe uyu munsi igitambo cyacu imbere yawe, maze
kigushimishe tubone kugukurikira byuzuye, kuko abakwiringira batazakorwa
n'ikimwaro.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

41Twiyemeje uyu munsi kugukurikira n'umutima wacu wose, kukubaha no gushakashaka uruhanga rwawe.

42Tuvane mu kimwaro, utwiteho, ukurikije impuhwe zawe n'ubuntu bwawe bw'igisagirane.

43Dukirishe ibikorwa byawe by'agatangaza, Nyagasani, maze uheshe izina ryawe ikuzo.

44Nibumirwe bose, abagirira nabi abagaragu bawe, nibakorwe n'ikimwaro, ubuhangange bwabo buyoyoke, kandi bacike intege.

45Nibamenye ko ari wowe wenyine Imana Nyagasani, ugahabwa ikuzo n'isi yose.»

46Abagaragu b'umwami bari babajugunye mu itanura bakomeza gukoranya umuriro bashyiramo amavuta, amakakama, ibyakatsi n'amashami y'ibiti,

47ku buryo indimi z'umuriro zatumbagiraga kugeza ku mikono mirongo ine n'icyenda hejuru y'itanura.

48Uko izo ndimi z'umuriro zakwiraga hose, ni na ko zatwikaga Abakalideya bari bakikije itanura.

49Ariko umumalayika wa Nyagasani araza asanga Azariya na bagenzi be mu itanura, ahungiza indimi z'umuriro azerekeza hanze,

50maze uko bakabaye rwagati mu itanura, abahuheraho akayaga kameze nk'amafu n'ikime ku buryo umuriro utigeze ubakoraho, ngo ubatwike cyangwa ubatere ububabare.

### Indirimbo y'abo basore batatu

51Nuko bose uko ari batatu bahanika mu ijwi rimwe, batangira kuririmba, bakuza kandi basingiriza Imana mu itanura, bagira bati

52«Singizwa Nyagasani, Mana y'abasekuruza bacu, himbazwa kandi uratwe iteka ryose. Nihasingizwe izina ryawe ritagatifu ryuje ikuzo, niriririmbwe kandi riratwe iteka ryose.

53Singirizwa mu Ngoro y'ikuzo ryawe ritagatifu, ririmbwa kuruta byose kandi uratwe iteka ryose.

54Singirizwa ku ntebe yawe y'ubwami, ririmbwa kuruta byose kandi ushimagizwe iteka ryose.

55Singizwa, wowe umenya iby'ikuzimu, ugateka ku bakerubimu , himbazwa kuruta byose kandi uririmbwe iteka ryose.

56Singirizwa mu bushorishori bw'ijuru, ririmbwa kandi uhabwe ikuzo iteka ryose.

57Biremwa bya Nyagasani mwese, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mumurate iteka ryose.

58Bamalayika ba Nyagasani, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

59Juru, nawe singiza Nyagasani, muririmbe kandi umurate iteka ryose.

60Mazi yo hejuru y'ikirere mwese, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

61Binyabubasha mwese, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

62Zuba n'ukwezi, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

63Nyenyeri zo mu kirere, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

64Imvura n'ikime, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

65Miyaga mwese, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

66Muriro n'icyocyere, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

67Bukonje n'ubushyuhe, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

68Bitonyanga n'amahuhezi, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

69Buhehere n'ubukonje, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

70Rubura n'amahindu, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

71Majoro n'amanywa, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

72Rumuri n'umwijima, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

73Mirabyo n'ibicu, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

74Isi nisingize Nyagasani, nimuririmbe kandi imurate iteka ryose.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

75 Misozi n'imirenge, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

76 Ibimera byose byo ku isi, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

77 Masoko, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

78 Nyanja n'inzuzi, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

79 Mafi manini n'ibyinyagambura mu mazi byose, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

80 Nyoni zo mu kirere mwese, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

81 Ibikoko n'udusimba twose, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

82 Bana b'abantu, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

83 Israheli, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

84 Baherezabitambo, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

85 Bagaragu ba Nyagasani, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

86 Mutima n'ubwenge by'intungane, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

87 Ntungane, namwe ab'umutima wiyoroshya, nimusingize Nyagasani, Nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose.

88 Ananiya, Azariya na Misayeli, nimusingize Nyagasani, nimumuririmbe kandi mumurate iteka ryose, kuko yatwaruye mu nyenga, akadukiza inzara z'urupfu. Yaturokoye itanura rigurumana, atuvana rwagati mu ndimi z'umuriro.

89 Nimushimire Nyagasani kuko ari umugwaneza, urukundo rwe rugahoraho iteka.

90 Mwebwe mwese abubaha Nyagasani, nimusingize Imana igenga izindi zose, nimumuririmbe kandi mumushimire, kuko urukundo rwe ruhoraho iteka.

## (IBYANDITSWE MU GIHEBUREYI —IBIKURIKIRA)

### Umwami yemera igitangaza

24 Nuko umwami Nebukadinetsari arumirwa, ahaguruka n'ingoga maze abaza
inkoramutima ze, ati «Bariya bantu uko ari batatu, ntitwari twabajugunye mu muriro

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

baboshye?» Baramusubiza bati «Ni byo rwose, shobuja.»

25 Aravuga ati «Nyamara ndareba abantu bane bataboshye, bariho bitemberera mu muriro nta cyo baganya, kandi uwa kane arasa n'umumalayika.»

26 Nebukadinetsari yegera umuryango w'itanura rigurumana, maze aravuga ati «Shadaraki, Meshaki na Abedinego, bagaragu b'Imana isumba byose, nimusohoke muze hano.» Nuko Shadaraki, Meshaki na Abedinego barasohoka, bava mu muriro.

27 Abatware b'intebe, abategetsi, abatware n'inkoramutima z'umwami barakorana ngo barebe abo bantu; basanga umuriro nta cyo washoboye gutwara umubiri wabo, imisatsi yo ku mutwe wabo itakongotse, ibishura byabo bitangiritse ndetse nta n'umunuko w'ubushye ubarangwaho.

28 Nebukadinetsari ni ko kuvuga ati «Nihasingizwe Imana ya Shadaraki, Meshaki na Abedinego, yohereje umumalayika wayo agakiza abagaragu bayo. Barayiringiye banga kumvira itegeko ry'umwami, bahitamo gutanga imibiri yabo, aho gukorera cyangwa gusenga indi mana, uretse Imana yabo.

29 Kubera iyo mpamvu rero, dore itegeko ntanze: Nihagira abantu bo muri buri muryango, buri hanga na buri rurimi basuzugura Imana ya Shadaraki, Meshaki na Abedinego, bazatanyagurwe n'ingo zabo zihinduke amatongo; kuko nta yindi mana ishobora gukiza bene aka kageni.»

30Nuko umwami aha Shadaraki, Meshaki na Abedinego kumererwa neza mu ntara ya Babiloni.

### INZOZI ZIMENYESHA IBYAGO, N'IBISAZI BYANEBUKADINETSARI

31 Jyewe Nebukadinetsari, umwami: imiryango yose, amahanga yose n'indimi zose bituye ku isi yose mbyifurije amahoro asagambye !

32Nasanze byaba byiza kubamenyesha ibimenyetso n'ibyiza Imana isumba byose yankoreye:

33 Ibimenyetso byayo birakomeye, ibikorwa byayo ni ibinyabubasha, Ingoma yayo ni ingoma itazashira, ubwami bwayo buhoraho uko ibihe bihora bisimburana !

## Daniyeli 4

### Nebukadinetsari arotora inzozi ze

1Jyewe Nebukadinetsari nari nibereye iwanjye naradamaraye, nishyira nkizana mu ngoro yanjye.

2Nuko ndota inzozi zintera ubwoba, ngwa mu kaga, n'ibyo mbonye ndi ku buriri bwanjye binkura umutima.

3Ubwo ntegeka ko banzanira abapfumu bose b'i Babiloni, kugira ngo bamenyeshe igisobanuro cy'izo nzozi zanjye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Abanyabugeni, abapfumu, Abakalideya n'abashitsi baraza; mbarotorera inzozi zanjye ntibambonera igisobanuro cyazo.

5Hanyuma haza uwitwa Daniyeli, bise irya Balitazari, izina rikomoka ku mana yanjye, uwo mugabo akagira muri we umwuka w'imana ntagatifu, murotorera inzozi zanjye ngira nti

6«Balitazari, mutware w'abanyabugeni, nzi neza ko umwuka w'imana ntagatifu ugutuyemo kandi ko nta banga na rimwe rijya rigusoba; dore inzozi narose maze umbwire icyo zisobanura.

7Nari ku buriri bwanjye nitegereza ibyo nabonaga, nuko mbona igiti cyari hagati mu nsi, kikaba na kirekire cyane.

8Igiti kirakura kiba inganzamarumbo, ubushorishori bwacyo bugera ku ijuru, kikagaragara kugera ku mpera z'isi.

9Amababi yacyo yari meza gifite n'imbuto nyinshi; buri muntu akakibonaho ibyo kurya. Igicucu cyacyo cyari intaho y'inyamaswa zo mu gasozi, inyoni zo mu kirere zikarika mu mashami yacyo, kandi kigatunga n'icyitwa ikinyamubiri cyose.

10Uko nakitegereje ibyo nabonaga ndi ku buriri bwanjye, ndabukwa Umumalayika murinzi, Umutagatifu wamanukaga mu ijuru.

11Nuko atera hejuru mu ijwi riranguruye, ati 'Nimuteme icyo giti, amashami yacyo muyavunagure, nimugikokoreho amababi yacyo, imbuto zacyo muzinyanyagize; kugira ngo inyamaswa zihunge igicucu cyacyo, n'inyoni zive mu mashami yacyo.

12Ariko igishyitsi n'imizi yacyo ntibirimburwe, mugihambire n'imigozi y'icyuma n'umuringa, maze kigume mu byatsi byo mu gasozi. Kizatondwaho n'ikime cyo ku ijuru, gitungwe n'ibyatsi byo mu gasozi nk'inyamaswa.

13Umutima wacyo uzahinduka witarure abantu, gihabwe umutima nk'uw'inyamaswa, kizamere gityo imyaka irindwi yose.

14Ngicyo igihano gitangajwe n'Abamalayika barinzi, urubanza ruciwe n'abatagatifu, kugira ngo ikinyabuzima cyose kimenye ko Umusumbabyose afite ububasha ku butegetsi bw'abantu, akabuha uwo yishakiye, kandi agashyira ejuru uri hanyuma ya bose.'

15Ngizo inzozi, jyewe umwami Nebukadinetsari narose. None rero, wowe Balitazari, umpe igisobanuro cyazo kuko nta n'umwe mu bahanga bo mu gihugu cyanjye washoboye kumenyesha igisobanuro cyazo; ariko wowe ukaba ubishobora kuko utuwemo n'umwuka w'imana ntagatifu.»

### Daniyeli asobanura inzozi

16Nuko Daniyeli, bise Balitazari, amara akanya yakutse umutimakandi n'ibitekerezo bye bitari hamwe. Umwami aramubwira ati «Balitazari, ntuhagarikwe umutima n'izo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nzozi n'igisobanuro cyazo.» Balitazari arasubiza ati «Shobuja, izo nzozi zirakaba ku bakwanga, n'igisobanuro cyazo kibe ku babisha bawe!

17Icyo giti kinini kandi cy'inganzamarumbo wabonye, cyakozaga ubushorishori bwacyo ku ijuru kandi kikabonwa n'isi yose,

18kikagira amababi meza, imbuto nyinshi n'ibyo kurya byatungaga abantu bose, mu nsi yacyo hakaba indiri y'inyamaswa zo ku gasozi, amashami yacyo akarikwamo n'inyoni zo mu kirere,

19ni wowe shobuja! Warakuze kandi uba igihangange, ubuhangange bwawe buriyongera kugera ku ijuru n'ingoma yawe igarukira ku mpera z'isi.

20Hanyuma Umumalayika murinzi, Umutagatifu wamanukaga mu ijuru umwami yabonye, avuga ati 'Nimuteme icyo giti mukimareho, ariko igitsinsi n'imizi yacyo mubirekere mu butaka, mugihambire n'imigozi y'icyuma n'umuringa, mukirekere mu byatsi byo mu gasozi gitonyangweho n'ikime cyo ku ijuru kandi gitungwe n'ibyatsi nk'inyamaswa zo mu gasozi, kugeza ko hahita imyaka irindwi yose',

21shobuja, ngiki igisobanuro cyabyo n'icyemezo Umushoborabyose agejeje kuri databuja, umwami wanjye:

22Uzacibwa mu bantu maze uturane n'inyamaswa zo mu gasozi, uzatungwa n'ibyatsi nk'amatungo, utonyangweho n'ikime cyo ku ijuru imyaka irindwi yose; kugeza ubwo umenye ko Umusumbabyose afite ububasha ku butegetsi bw'abantu, akabuha n'uwo yishakiye.

23Naho iri jambo ngo 'Igitsinsi n'imizi y'igiti mubireke', ingoma yawe izakuzigamirwa kugeza igihe uzaba wamenye ko Nyir'ijuru asumba byose.

24Ni cyo gitumye rero, shobuja, ngusaba ngo wemere inama nkugira: zibukira ibyaha byawe ukore ibikorwa by'ubutungane, ureke n'ubugiranabi bwawe, ugirire abakene impuhwe, none ahari wazaramba mu ituze.»

### Iby'izo nzozi birangizwa

25Ibyo bimenyetso byose byeretswe umwami Nebukadinetsari, bimwuzurizwaho.

26Nyuma y'amezi cumi n'abiri, umwami yariho atembera hejuru y'igisenge cy'ingoro ye y'i Babiloni,

27aravuga ati «Iriya si Babiloni, umugi mugari nubatse kugira ngo nywugire ingoro yanjye y'ubwami, nkabigeraho mbikesheje ingufu z'ububasha bwanjye, n'ubuhangange bw'ikuzo ryanjye?»

28Igihe atararangiza ayo magambo, ijwi riva mu ijuru rigira riti «Mwami Nebukadinetsari, ni wowe ubwirwa! Ubwami bwawe urabunyazwe.

29Uzacibwa mu bantu, uturane n'inyamaswa zo mu gasozi, uzatungwa n'ibyatsi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nk'amatungo imyaka irindwi yose; kugeza ubwo umenye ko Umushoborabyose afite ububasha ku butegetsi bw'abantu, akabuha uwo yishakiye.»

30Nuko ako kanya iryo jambo rimwuzurizwamo: Nebukadinetsari acibwa mu bantu, arya ibyatsi nk'amatungo, umubiri we utondwaho n'ikime cyo ku ijuru, imisatsi ye irashokonkora nk'amababa ya kagoma n'inzara ze zimera nk'ibikohwa by'igisiga.

31«Igihe cyagenwe kirangiye — ni ko Nebukadinetsari avuga — nubura amaso ndeba ku ijuru; ngarura ubwenge maze ntangira gushimira Umushoborabyose, nsingiza kandi mpa ikuzo Uhoraho iteka ryose muri aya magambo: Ingoma ye ntigira iherezo, ubwami bwe buzahoraho uko amasekuruza agenda asimburana.

32Abatuye isi bose ni nk'aho nta cyo bari cyo imbere ye; ingabo zo mu ijuru kimwe n'abatuye isi bose, abategeka akurikije ugushaka kwe; nta wabangamira ikiganza cye, cyangwa ngo amubaze ati 'Ibyo ugira ni ibiki?'

33Muri ako kanya ngarura ubwenge, nsubirana ikuzo n'ububasha, kugira ngo ubwami bwanjye bwubahirizwe. Abajyanama banjye n'abatware banjye baranyoboka, nsubizwa ubwami bwanjye n'icyubahiro cyanjye kiriyongera.

34None guhera ubu ngubu, jyewe Nebukadinetsari, ndasingiza, ndarata kandi ndaha ikuzo Umwami Nyir'ijuru: ibikorwa bye byose ni ibinyakuri, inzira ze zose ziratunganye, azi no gucisha bugufi abikuza.»

## Daniyeli 5

### UMWAMI BALITAZARI AZIMANIRA ABATWAREBE

1Umwami Balitazari akora umunsi mukuru ukomeye, azimanira abatware be bageraga ku gihumbi maze anywera divayi imbere yabo.

2Ngo amare gusoma kuri divayi, umwami Balitazari ategeka kuzana ibikombe bya zahabu n'ibya feza, se Nebukadinetsari yari yarasahuye mu Ngoro y'i Yeruzalemu, kugira ngo abinyweshe we n'abatware be, hamwe n'inshoreke ze n'abaririmbyikazi be.

3Nuko bazana ibyo bikombe bya zahabu n'ibya feza byasahuwe mu Ngoro y'Imana i Yeruzalemu, maze umwami n'abatware be, inshoreke ze n'abaririmbyikazi be, babinyweramo.

4Nuko banywa divayi ari na ko basingiza ibigirwamana bikozwe muri zahabu no muri feza, mu muringa no mu cyuma, mu biti no mu mabuye.

5Ako kanya hatunguka intoki z'ikiganza cy'umuntu, zitangira kwandika ku rukuta rw'ingoro y'umwami ahagana inyuma y'ikinyarumuri, umwami arabukwa igikonjo cy'ikiganza cyariho cyandika.

6Ubwo umwami ahinduka undi, ibitekerezo bye bimutera guhagarika umutima,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

intantu ze ziratatana n'amavi ye atangira gukocagurana.

7Atera hejuru atumiza abapfumu, Abakalideya n'abashitsi, maze abwira abapfumu b'i Babiloni ati «Nihagira umuntu usoma iriya nyandiko kandi akampishurira igisobanuro cyayo, bazamwambika imihemba, bamushyire umukufi wa zahabu mu ijosi, kandi abe umwe mu batatu b'ingenzi mu gihugu.»

8Nuko abapfumu b'umwami bose barahurura, ariko ntibashobora gusoma iyo nyandiko cyangwa kumenyesha umwami igisobanuro cyayo.

9Umwami Balitazari arushaho gukuka umutima, ahinduka undi n'abatware be bagwa mu kantu.

10Nuko umugabekazi, ahurujwe n'ayo magambo y'umwami n'abatware be, yinjira mu nzu y'ibirori maze aravuga ati «Uragahorana ingoma, mwami wanjye! Ibitekerezo byawe ntibigutere guhagarika umutima, cyangwa ngo bitume uhinduka undi;

11kuko mu gihugu cyawe hari umuntu utuwemo n'umwuka w'imana ntagatifu. Ku ngoma ya so yamubonyemo urumuri, ubwenge n'ubuhanga bumeze rwose nk'ubw'imana, bituma so, umwami Nebukadinetsari, amugira umutware w'abanyabugeni n'abapfumu, Abakalideya n'abashitsi.

12Nk'uko rero Daniyeli, uwo bise Balitazari, yagaragaweho n'umwuka udasanzwe, ubumenyi n'ubwenge, ubuhanga bwo kurotora inzozi, gusobanura imigani no guhishura amayobera; nawe tumiza uwo mugabo Daniyeli, aragusobanurira iyo nyandiko.»

13Nuko bazana Daniyeli imbere y'umwami, ngo ahagere umwami aramubwira ati «Mbese ni wowe Daniyeli, wo mu bantu umwami data yazanye bunyago, abakuye mu gihugu cya Yuda?

14Numvise bavuga ko utuwemo n'umwuka w'imana, kandi wifitemo urumuri, ubwenge n'ubuhanga budasanzwe.

15Banzaniye abapfumu n'abanyabugeni kugira ngo basome iyi nyandiko kandi bambwire n'icyo isobanura, ariko ntibashoboye kumpishurira icyo isobanura.

16Numvise rero, bavuga ko ushobora gutanga ibisobanuro no guhishura amayobera. Niba ushobora gusoma iyi nyandiko no kumenyesha icyo isobanura, uzambikwa imihemba n'umukufi wa zahabu mu ijosi, kandi ube umwe mu batatu b'ingenzi mu gihugu.»

17Daniyeli abwira umwami, ati «Ayo maturo yigumanire cyangwa se uyihere abandi ! Nyamara ku bwanjye, iriya nyandiko ndayisomera umwami kandi mumenyeshe n'icyo isobanura.

18Nuko rero, shobuja, Imana isumba byose yahaye so Nebukadinetsari ingoma,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

imuha icyubahiro, ubwamamare n'ikuzo.

19Icyo cyubahiro yari yamuhaye cyatumaga imiryango, amahanga n'indimi bihinda
umushyitsi imbere ye kubera ubwoba, kuko yicaga uwo ashatse, uwo ashatse ko
abaho akamureka, agakuza kandi agacisha bugufi uwo ashatse.

20Ariko umutima we waje kurenguka, uranangira kugeza ubwo yirata maze
ahananturwa ku ntebe ye y'ubwami, yamburwa n'ikuzo yari afite.

21Yaciwe mu bantu, maze kubera uwo mutima we ahinduka nk'inyamaswa, yibanira
na zo, agatungwa n'ibyatsi nk'amatungo; umubiri we utondwaho n'ikime cyo ku ijuru
kugeza igihe amenyeye ko Imana ishobora byose ifite ububasha ku butegetsi
bw'abantu, ikanabuha uwo yishakiye.

22Nyamara wowe, Balitazari, umuhungu we, n'ubwo wari uzi ibyo byose
ntibyatumye wicisha bugufi!

23Wirase kuri Nyagasani Nyir'ijuru, utumiza ibikombe byo mu Ngoro ye maze wowe
n'abatware bawe, inshoreke zawe n'abaririmbyikazi bawe mubinywesha divayi;
musingiza ibigirwamana bikozwe muri zahabu no muri feza, mu muringa no mu
cyuma, mu biti no mu mabuye; kandi ibyo bigirwamana bitabona, ntibyumve
cyangwa ngo bigire icyo bimenya. Nyamara ntiwahaye ikuzo Imana ibumbatiye
ubugingo bwawe mu biganza byayo, ikagenga n'amayira yawe yose.

24Ni yo rero yohereje cya kiganza cyandika ubwacyo iyi nyandiko.

25Ibyo cyanditse ni ibi: 'Mene, Mene, Tekeli, Parisini.'

26Dore rero, icyo ayo magambo asobanura: 'Mene ', Imana yabaze imyaka umaze ku
ngoma maze irayisoza.

27'Tekeli ', wapimwe ku munzani maze uburemere bwawe bugaragaza ko udashyitse.

28'Parisini ', igihugu cyawe cyagabanyijwemo kabiri, gihabwa Abamedi n'Abaperisi.»

29Nuko Balitazari ategeka ko bambika Daniyeli imihemba, bakamushyira umukufi
wa zahabu mu ijosi kandi bagatangaza ko abaye umwe mu batatu b'ingenzi mu
gihugu.

30Iryo joro nyine, Balitazari umwami w'Abakalideya, aricwa.

## Daniyeli 6

1Nuko Dariyusi w'Umumedi yima ingoma; icyo gihe yari afite imyaka mirongo
itandatu n'ibiri.

### DANIYELI MU RWOBO RW'INTARE

#### Ishyari ry'abatware b'intebe

2Dariyusi asanga byaba byiza gushyiraho abatware b'intebe ijana na makumyabiri

kugira ngo babe mu gihugu cyose,

3bagategekwa n'abantu batatu Daniyeli akaba umwe muri bo, bakazajya babamenyesha ibyerekeranye n'ubutegetsi, kugira ngo hatagira uwavaho anyaga umwami ibye.

4Kubera rero wa mwuka udasanzwe wari umurimo, Daniyeli yagendaga arusha ubutoni ba bategetsi bakuru n'abatware b'intebe, ku buryo umwami yatekerezaga kumwegurira ubutegetsi bw'igihugu cyose.

5Nuko abategetsi bakuru n'abatware b'intebe batangira gushakisha impamvu yerekeranye n'ubutegetsi, yatuma Daniyeli abonwaho ikosa; ariko ntibashobora kubona iyo mpamvu cyangwa ikindi gicumuro kuko Daniyeli yari indahemuka, babura icyo bamurega cyaba uburangare cyangwa se ikindi gicumuro.

6Hanyuma abo bantu barabwirana bati «Ubwo tubuze impamvu yo gushinja uyu mugabo Daniyeli, reka tuyishakashakire mu mategeko y'Imana ye.»

7Nuko abo bategetsi bakuru n'abatware b'intebe baza ari benshi basanga umwami, maze baramubwira bati «Uragahorana ingoma, shobuja Dariyusi!

8Twebwe, abategetsi bakuru b'igihugu n'ababungirije, abahanga mu mategeko, abatware b'intebe n'ab'intara, twemeje twese ko umwami akwiye gushyiraho itegeko rihamya uyu muziro: mu minsi mirongo itatu igiye kuza, umuntu wese uzagira ikindi asenga cyaba imana iyo ari yo yose, cyangwa umuntu, uretse wowe wenyine , shobuja, azajugunywa mu rwobo rw'intare.

9None rero, shobuja, ngaho shyigikira itegeko rigenga uyu muziro, ushyira umukono wawe kuri iyi nyandiko ku buryo hatagira urihindura, rimere mbese nk'itegeko ry'Abamedi n'Abaperisi ritajya rihinduka.»

10Nuko umwami Dariyusi ashyira umukono we kuri iyo nyandiko yahamyaga uwo muziro.

### Isengesho rya Daniyeli

11Daniyeli ngo yumve ko iyo nyandiko yashyizweho umukono, arazamuka ajya mu nzu ye. Amadirishya y'icyumba cye cyo mu nzu yo hejuru, yari aherekera i Yeruzalemu akajya apfukama incuro eshatu buri munsi asenga kandi asingiza Imana ye, nk'uko yari asanzwe abigenza.

12Nuko abo bantu basanga Daniyeli ariho asenga kandi atakambira Imana ye.

13Baragenda basanga umwami, bamwibutsa rya tegeko rigenga umuziro bagira bati «Mbese harya, shobuja, si wowe ubwawe washyize umukono ku nyandiko y'itegeko rigenga umuziro, ivuga ko mu minsi mirongo itatu, umuntu, wese uzagira ikindi asenga cyaba imana iyo ari yo yose, cyangwa umuntu, uretse wowe wenyine, shobuja, azajugunywa mu rwobo rw'intare?» Umwami arabasubiza ati «Nta kindi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

rwose ni ko byemejwe, hakurikijwe itegeko ridahinduka ry'Abamedi n'Abaperisi.»

14Ubwo rero babwira umwami, bati «Wa mugabo Daniyeli wo mu bazanywe bunyago bavanywe mu gihugu cya Yuda, ntakwitayeho na gato, shobuja, ndetse n'umuziro washyizeho nta cyo umubwiye: asenga Imana ye incuro eshatu buri munsi.»

15Umwami ngo yumve ayo magambo arababara cyane, ariko yiyemeza kurengera Daniyeli. Nuko kuva ubwo kugeza ko izuba rirenga, akomeza guhihibikana ashaka uburyo yamukiza.

16Ariko ba bantu bihutira gusanga umwami, baramubwira bati «Ubimenye neza rero, shobuja, ko hakurikijwe itegeko ry'Abamedi n'Abaperisi, nta muziro cyangwa itegeko byatangajwe n'umwami bishobora kuvuguruzwa.»

### Daniyeli ajugunyirwa intare

17Nuko umwami ategeka ko bazana Daniyeli, bakamujugunya mu rwobo rw'intare. Ariko umwami abwira Daniyeli, ati «Imana yawe wakoreye ubudahwema ni yo izagukiza.»

18Bazana ibuye barikingisha umuryango w'urwobo, hanyuma umwami ashyiraho ikashe ye n'iy'abatware be, kugira ngo hatagira igihinduka ku rwakatiwe Daniyeli.

19Nuko umwami agaruka iwe, asiba kurya ijoro ryose kandi yirinda n'inshoreke ze. Ubwo ariko, ntiyatora agatotsi,

20mu museke bugicya umwami arabyuka yihuta ajya ku rwobo rw'intare.

21Ngo agere hafi ya rwa rwobo, ahamagara Daniyeli mu ijwi rishavuye, ati «Daniyeli, mugaragu w'Imana nzima, iyo Mana ukorera ubudahwema yaba se yashoboye kukuvana mu nzara z'intare?»

22Daniyeli asubiza umwami ati «Uragahorana ingoma, shobuja!

23Imana yanjye yohereje umumalayika wayo abumba urwasaya rw'intare ntizagira icyo zintwara, kuko nabaye indacumura mu maso y'Imana; kandi nawe, shobuja, nkaba nta cyo nagucumuyeho.»

24Nuko umwami asabwa n'ibyishimo byinshi, ategeka ko bavana Daniyeli mu rwobo. Bahera ko bavana Daniyeli mu rwobo maze basanga ari mutaraga, abikesha ko yizeye Imana ye.

25Umwami atumiza ba bantu bareze Daniyeli, ategeka ko bajugunywa mu rwobo rw'intare, bo n'abana babo n'abagore babo. Igihe batari bashyika no hasi mu rwobo intare ziba zabasamiye hejuru zirabahekenya.

### Umwami atangaza ukwemera kwe

26Nuko umwami Dariyusi yandikira imiryango yose, amahanga yose n'indimi zose, mbese abatuye ku isi yose, ati «Amahoro naganze muri mwe!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

27Dore rero itegeko ntanze: abantu bo mu gihugu cyanjye, aho kiva kikagera, nibatinye kandi bahe icyubahiro gikwiye Imana ya Daniyeli: ni yo Mana nzima kandi ihoraho iteka ryose, ingoma yayo ntizarimburwa bibaho, ubugenga bwayo ntibuzagira iherezo.

28Ni yo irokora kandi igakiza, ikora ibimenyetso n'ibitangaza mu ijuru no ku isi; yakijije Daniyeli inzara z'intare!»

29Nuko kuva kuri iyo ngoma ya Dariyusi n'iya Sirusi w'Umuperisi, Daniyeli akomeza kumererwa neza.

## Daniyeli 7

### INZOZI ZA DANIYELI: IBIKOKO BINE

#### Daniyeli abona ibikoko bine

1Mu mwaka wa mbere w'ingoma ya Balitazari, umwami w'i Babiloni, Daniyeli yari aryamye ku buriri bwe, arota inzozi kandi arabonekerwa; hanyuma ibyo yarose arabyandika. Dore rero uko abidutekerereza:

2Jyewe Daniyeli, nijoro nariho nitegereza ibyo nabonaga. Nuko mbona imiyaga ine yo mu kirere yahungabanyaga inyanja nini;

3ibikoko bine nyamunini kandi bidahuje amoko bisohoka mu nyanja.

4Icya mbere cyasaga nk'intare, kikagira n'amababa nk'aya kagoma. Uko nakakitegereje, mbona kivanyweho amababa yacyo, gihagurutswa ku butaka maze gihagararira ku maguru yacyo nk'umuntu, kandi gihabwa n'umutima nk'uw'umuntu.

5Ubwo mbona igikoko cya kabiri giteye ukwacyo cyasaga nk'ikirura, cyari gihagarariye ku ruhande rumwe kandi kijinyitse imbavu eshatu mu menyo yacyo. Nuko kirabwirwa ngo «Haguruka uconshomere inyama zitagira ingano!»

6Hanyuma ngo ndebe mbona ikindi gikoko cyasaga n'ingwe, cyari gifite ku mugongo amababa ane y'igisiga kikagira n'imitwe ine, maze gihabwa ubutegetsi.

7Nijoro na bwo nariho nitegereza ibyo nabonaga, mbona igikoko cya kane giteye ubwoba kikagira n'imbaraga zihebuje; cyari gifite n'amenyo manini y'ibyuma; kigaconshomera, kikajajanga maze ibisigaye kikabiribata n'ibinono byacyo. Cyari gitandukanye rwose na bya bikoko bya mbere, kikagira n'amahembe cumi.

8Uko nakitegereje ayo mahembe yacyo, mbona hagati yayo hameze irindi hembe ritoya , amahembe atatu muri amwe ya mbere ahita avanwaho. Nuko kuri iryo hembe mpabona amaso nk'ay'umuntu n'umunwa wavugaga ibintu bikomeye!

#### Daniyeli abona Umukambwe n'Umwana w'umuntu

9Uko nakitegereje, mbona intebe z'ubucamanza ziratewe, maze Umukambwe aricara. Umwambaro we wereranaga nk'urubura, imisatsi ye yera nk'ubwoya

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bw'intama. Intebe ye y'ubwami yari indimi z'umuriro, inziga zayo ari nk'umuriro ugurumana.

10Uruzi rw'umuriro rwaravubukaga, maze rugatemba imbere ye. Urujya n'uruza rw'amagana n'amagana bariho bamukorera, ibihumbi n'ibihumbi bihagaze imbere ye. Ubwo urubanza rurashingwa, maze ibitabo birabumburwa.

11Nakomeje kwitegereza kubera urusaku rw'ibintu bikomeye rya hembe ryavugaga; nuko mbona cya gikoko kirishwe, kiratsiratsizwa maze kijugunywa mu nkongi y'umuriro.

12Ibindi bikoko na byo binyagwa ubutegetsi, ariko byongererwa iminsi yo kubaho kuzageza igihe cyagenwe.

13Nijoro kandi nariho nitegereza ibyo nabonaga: mbona uje mu bicu byo mu kirere umeze nk'Umwana w'umuntu. Ubwo yigira hafi ya wa Mukambwe, maze ajyanwa imbere ye.

14Nuko yegurirwa ingoma, icyubahiro n'ubwami; imiryango yose, amahanga yose n'indimi zose biramuyoboka. Ubwami bwe, ni ubwami buhoraho iteka ntibuzashira, n'ingoma ye ni ingoma itazagira ikiyitsimbura.

## Igisobanuro cy'iryo bonekerwa

15Jyewe Daniyeli, umutima wanjye wariho ushenguka, ayo mabonekerwa yanjye antera ubwoba.

16Ni ko kwegera umwe mu bari bahagaze aho, musaba kumbwira ukuri kw'ibyo byose. Nuko arabimbwira kandi amenyesha n'igisobanuro cyabyo, agira ati

17«Ibyo bikoko nyamunini uko ari bine, ni abami bane bazaduka ku isi.

18Abazahabwa ingoma ni abatagatifu b'Umusumbabyose, bakazayitunga iteka ryose ubuziraherezo.»

19Hanyuma nsaba kumenya ukuri kw'icyo gikoko cya kane cyari gitandukanye n'ibindi byose, cyari giteye ubwoba, kikagira amenyo y'ibyuma n'inzara z'umuringa, kigaconshomera kandi kikajajanga, ibisigaye kikabiribata n'ibinono byacyo.

20Ubwo mbaza n'ibyerekeye amahembe cumi yari ku mutwe wacyo, ndetse n'irindi hembe ryameze atatu ya mbere agahunguka; iryo hembe rikaba ryari rifite amaso n'umunwa wavugaga ibintu bikomeye, rikanakomera kurusha ayandi.

21Nakomezaga kwitegereza iryo hembe ryarwanyaga abatagatifu rikabatsinda,

22kugeza ubwo haje Umukambwe akarenganura abatagatifu b'Umusumbabyose; maze igihe kigeze begurirwa ingoma.

23Nuko arambwira ati «Igikoko cya kane ni ingoma ya kane ku isi, izaba itandukanye n'izindi zose. Izaconshomera isi yose, iyinyukanyuke n'ibirenge byayo maze

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

iyirimarime.

24 Naho amahembe uko ari icumi: ni abami cumi bazasimburana ku ngoma, n'undi uzimikwa nyuma yabo. Azaba atandukanye n'abo bamubanjirije, akazatsinda abo uko ari batatu.

25 Azavuga amagambo atuka Umusumbabyose, azagirire nabi abatagatifu b'Umusumbabyose. Azafata umugambi wo guhindura ibihe n'amategeko, abatagatifujwe bazegurirwe mu biganza bye, kugira ngo bahamare igihe, ibihe n'inusu y'igihe.

26 Ariko urukiko ruzashyirwaho, anyagwe ubutegetsi, burimburwe kandi butsiratsizwe kugera ku ndunduro.

27 Nuko ubutegetsi n'ubwami, kimwe n'ubwamamare bw'ibihugu biri mu nsi y'ijuru, bizegurirwe umuryango w'abatagatifu b'Umusumbabyose: Ingoma ye ni ingoma izahoraho iteka; ingoma zose zizamuyoboka, zimwumvire.»

28 Aha ngaha ni ho iyo nkuru irangiriye. Jyewe Daniyeli, ibitekerezo byanjye byankuye umutima bituma mpinduka undi, ariko ibyo byose nari mbishyinguye mu mutima wanjye.

## Daniyeli 8

### IBONEKERWA RYA DANIYELI: RUGEYO NARUHAYA

#### Ibonekerwa

1 Mu mwaka wa gatatu w'ingoma y'umwami Balitazari, jyewe Daniyeli nagize ibonekerwa nyuma y'iryo nari naragize ubwa mbere.

2 Ubwo nariho nitegereza ibyo nabonaga, maze uko nakitegereje mbona ndi i Suza, ikigo gikomeye cyo mu ntara ya Elamu, ku nkombe y'uruzi rwa Ulayi.

3 Nubuye amaso ngo ndebe: mbona rugeyoyari ihagaze hafi y'uruzi, ifite amahembe maremare ariko rimwe risumba irindi, kandi irirerire ni ryo ryari ryameze nyuma.

4 Nuko mbona ya rugeyo iratera ihembe iryerekeje mu burengerazuba, mu majyaruguru no mu majyepfo. Nta yindi nyamaswa yashoboraga kuyihangara, nta n'iyashoboraga kuyicika. Yakoraga icyo ishatse kandi ikomeza kuba igihangange.

5 Nuko ndashishoza, maze mbona ruhaya iturutse mu burengerazuba imaze kuzenguruka isi yose, ariko idakoza amaguru ku butaka, ikagira n'ihembe ritagira uko risa hagati y'amaso.

6 Ubwo iza isatira rugeyo y'amahembe abiri nari nabonye ihagaze ku nkombe y'uruzi, irirukanka maze irayisekura n'imbaraga zayo zose.

7 Mbona yegereye ya rugeyo irayirwanya, uko yakayirakariye cyane irayisekura iyivuna ya mahembe yombi, rugeyo ntiyabona n'imbaraga zo kuyirwanya. Nuko

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ruhaya iyitura hasi irayiribata kandi nta n'umuntu wari uhari wo kuyitabara.

8 Iyo ruhaya ihinduka igihangange koko, ariko igihe igifite imbaraga zayo ihembe ryayo rinini riravunika, mu mwanya waryo hamera andi ane atagira uko asa, akura agana mu byerekezo bine by'ijuru.

9 Hanyuma ku ihembe rimwe muri ayo, hasohoka irindi ritoya cyane, ariko ryo rirakura cyane ryerekera mu majyepfo n'iburasirazuba, no mu gihugu kirusha ibindi ubwiza.

10 Nuko rirakura maze rigera ku ijuru, rihananturira ku isi ingabo zaryo n'inyenyeri, rirabiribata.

11 Rigera ndetse n'aho rirwanya Umugaba w'ingabo, rivanaho igitambo cye gihoraho, ririmbura n'imfatiro z'Ingoro ye.

12 Ingabo rirazigabiza kimwe n'igitambo gihoraho ribigirishije ubugome bwaryo; ukuri riguhananturira ku isi kandi ibyo rikoze byose rikabigeraho.

13 Nuko numva umutagatifu aravuze, maze undi mutagatifu abaza uwo wavugaga, ati «Mbese ibyo iri bonekerwa ryamenyesheje bizamara igihe kingana iki? Ko ndeba igitambo gihoraho cyavanyweho kigasimburwa n'ubugiranabi; Ingoro n'ingabo z'ijuru bikaribatwa!»

14 Aramusubiza ati «Hasigaye amajoro n'amanywa ibihumbi bibiri na magana atatu, hanyuma Ingoro igatagatifuzwa bundi bushya.»

### Malayika Gaburiyeli asobanura ibonekerwa

15 Jyewe Daniyeli, uko narebaga iryo bonekerwa, ni na ko nashakaga uburyo bwo kurisobanukirwa. Ubwo mbona uwasaga n'umuntu uhagaze imbere yanjye.

16 Nuko numva ijwi ry'umuntu ryahamagariraga ku ruzi rwa Ulayi, rigira riti «Gaburiyeli we, musobanurire iryo bonekerwa!»

17 Ahera ko aza ansanga aho nari mpagaze, uko anyegera mfatwa n'ubwoba maze nitura hasi nubamye. Arambwira ati «Mwana w'umuntu, umva ibyo nkubwira: iri bonekerwa riramenyesha ibihe by'imperuka.»

18 Uko yambwiraga nari nkirambaraye hasi nubamye, meze nk'uwarabiranye; ankoraho maze arampagurutsa.

19 Aravuga ati «Ngiye kukumenyesha ibizaheruka Umujinya, mu gihe cy'Indunduro.

20 Rugeyo wabonye, amahembe yayo abiri ni abami b'Abamedi n'Abaperisi.

21 Ruhaya y'ibikomo ni umwami w'Ubugereki; ihembe rinini riri hagati y'amaso yayo rikaba umwami wa mbere.

22 Ihembe ryavunitse n'amahembe ane yameze mu mwanya waryo, ni ingoma enye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

zizavuka mu gihugu cye, ariko ntizigire imbaraga nk'ize.

23 Mu iherezo ry'ubwami bwabo, ari na cyo gihe ibyaha byabo bizaba byarenze urugero, hazaza umwami w'umwirasi kandi uzi guhishura ibyihishe.

24 Ububasha bwe buzakurana imbaraga, — ariko atari ku bubasha bwe bwiteazayogoza ibintu ku buryo butangaje, azarimbure abakomeye n'umuryango w'abatagatifujwe.

25 Byongeye kandi kubera ubwenge bwe, ibinyoma bye bizamuhira. Azashobokerwa no kwirata mu mutima we, azarimbure abantu batagira ingano abaguye gitumo. Azahagurukira kurwanya Umwami w'abami, ariko we azavunagurika nta n'umukozeho.

26 Ibyavuzwe mu ibonekerwa ryerekeye amajoro n'amanywa, ni ukuri, ariko wowe iryo bonekerwa urarigire ibanga, kuko ryerekeranye n'ibihe bizaza haciye iminsi.»

27 Nuko jyewe, Daniyeli, ndarabirana mbirwara iminsi myinshi. Hanyuma ndahaguruka kugira ngo ndangize umurimo nashinzwe n'umwami. Nkomera ku ibanga ry'iryo bonekerwa, nibera aho nanjye ubwanjye ntararyumva.

## Daniyeli 9

### UBUHANUZI BW'IBYUMWERU MIRONGO IRINDWI

#### Isengesho rya Daniyeli

1 Mu mwaka wa mbere w'ingoma ya Dariyusi, mwene Aritashuweru, wo mu bwoko bw'Abamedi, wari umwami w'Abakalideya,

2 mu mwaka wa mbere w'ingoma ye, jyewe, Daniyeli, nagerageje gusobanukirwa mpereye ku Byanditswe bitagatifu n'umubare w'imyaka mirongo irindwi Yeruzalemu igomba kuzamara ari amatongo, nk'uko Uhoraho yari yarabihishuriye umuhanuzi Yeremiya.

3 Ubwo mpindukirira Nyagasani Imana, kugira ngo musabe igihe cyo gusenga no gutakamba; ibyo mbigira nsiba kurya, nambaye ibigunira kandi nisize umukungugu.

4 Natakambiraga Uhoraho, Imana yanjye, kandi nicuza ibyaha ngira nti «Nyagasani, Mana isumba byose, kandi y'igihangange, wowe ukomereza Isezerano n'ineza abagukunda kandi bagakurikiza amategeko yawe:

5 dore twaracumuye, turagoma, dukora ibibi, tuba abagambanyi kandi twirengagiza nkana amategeko n'amatangazo yawe.

6 Twimye amatwi abagaragu bawe b'abahanuzi, bavugaga mu izina ryawe babwira abami bacu n'ibikomangoma byacu, abasokuruza bacu n'imbaga yose ituye igihugu.

7 Rwose, Nyagasani, ukwiye guharirwa ubutungane, naho twebwe tugatahira ikimwaro; mbese nk'uko tumerewe ubu, twebwe abantu ba Yuda n'abatuye Yeruzalemu, ndetse na Israheli yose, abari hafi n'abari iyo bigwa mu bihugu byose

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

batatanyirijwemo, bazira ubuhemu bakugiriye.

8Uhoraho, koko ni twebwe twakozwe n'ikimwaro kimwe n'abami bacu, ibikomangoma byacu n'abasokuruza bacu kuko twagucumuyeho.

9Nyagasani, Imana yacu, ni umunyampuhwe n'umunyambabazi, n'ubwo twabyirengagije,

10ntitwumve ijwi ry'Uhoraho Imana yacu, ngo dukurikize amategeko yaduhaye abigirishije abagaragu be b'abahanuzi.

11Israheli yose yaciye ku Mategeko yawe, iriyobagiza ntiyumva ijwi ryawe; ari na cyo cyatumye tugwirirwa n'imivumo n'ubucibwe byanditswe mu Mategeko ya Musa, umugaragu w'Imana, kuko twagucumuyeho.

12Waturangirijeho amagambo yari yaratuvuzweho, twebwe n'abadutegekaga: uduteza ibyago bikomeye, ku buryo mu nsi y'ijuru nta handi byigeze biba nk'ibyo wateje i Yeruzalemu.

13Nk'uko byanditswe mu Mategeko ya Musa, ibyo byago byose byaratwugarije ariko ntitwagarukira Uhoraho Imana yacu, ngo tuzinukwe ibyaha byacu kandi twitoze no kumenya ukuri kwe.

14Uhoraho yagennye ibyo byago arabitugabiza, kuko Uhoraho Imana yacu ari intabera mu byo yakoze, ariko twebwe tukaba tutarumvise ijwi rye.

15None rero, Nyagasani Mana yacu, wowe wavanye umuryango wawe mu gihugu cya Misiri ubigirishije ukuboko kwawe kw'impangare, ukihesha utyo ikuzo kugeza na n'ubu, twaracumuye, tugira nabi rwose.

16Ariko ndakwinginze, Nyagasani, girira ubutabera bwawe bwose, ucubye uburakari bwawe n'umujinya ufitiye Yeruzalemu, umugi wawe n'umusozi wawe mutagatifu; kuko ari ibyaha byacu n'ibicumuro by'abasokuruza bacu, byatumye Yeruzalemu n'umuryango wawe wose bihinduka urukozasoni mu maso y'abadukikije bose.

17None rero, Mana yacu, gira impuhwe wumve isengesho n'ugutakamba by'umugaragu wawe, maze ku bushake bwawe, Nyagasani, uruhanga rwawe urwerekeze ku Ngoro yawe yasenyutse.

18Tega amatwi, Mana yanjye, maze wumve, kebuka witegereze amagorwa yacu n'umugi wambarizwaho izina ryawe. Si ibikorwa byacu bitunganye twishingikirije tugutakambira, ahubwo ni ku bw'impuhwe zawe z'igisagirane.

19Nyagasani, twumve! Nyagasani, tubabarire! Nyagasani, twiteho, utugoboke udatindiganyije! Mana yanjye, ubikore ku bushake bwawe, kuko izina ryawe ryambarizwa kuri uyu mugi no mu muryango wawe.

### Malayika Gaburiyeli asobanura ubuhanuzi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

20 Ubwo nari ngikomeje isengesho ryanjye, nicuza ibyaha byanjye n'ibya Israheli umuryango wanjye, ari na ko ntakambira Uhoraho nsabira umusozi mutagatifu w'Imana yanjye.

21 Igihe nari ngisenga, Malayika Gaburiyeli, wa wundi nari nabonye mu ibonekerwa rya mbere, aza aguruka cyane angwaho ku isaha yo gutura igitambo cya nimugoroba.

22 Anyigisha agira ati «Daniyeli, ngaho ndaje nzanywe no kukwigisha ubwenge.

23 Kuva aho utangiriye ugutakamba kwawe, hari ijambo ryavuzwe none nzanywe no kurikumenyesha, kuko watoneshejwe. Gerageza gusesengura iryo jambo kandi unasobanukirwe n'ibonekerwa wagize:

24 Ibyumweru mirongo irindwi bihawe umuryango wawe n'umugi mutagatifu, kugira ngo ubugome bushire, n'ibyaha biherukire aho, ibicumuro bihongererwe, maze hatahe ubutungane buhoraho; bityo ibonekerwa n'ubuhanuzi bisozwe, kandi Ahatagatifu rwose hasigwe amavuta bundi bushya.

25 Bimenye kandi ubizirikane ! Kuva batangaje ngo

'Nibagaruke bubake bundi bushya Yeruzalemu', kugeza ubwo umutware wasizwe amavuta azaba yaje, hazaca ibyumweru birindwi; mu bindi byumweru mirongo itandatu na bibiri, hazubakwa bundi bushya ibibuga n'inkike, ariko kizaba ari igihe cy'impagarara.

26 Nyuma y'ibyo byumweru mirongo itandatu na bibiri, uwari wasizwe amavuta azicwa, kandi nta n'icye kizasigara... Umugi n'Ingoro bizasenywa n'undi mutware uzaza, ariko amaherezo ye azamera nk'ay'utwawe n'umwuzure, intambara izakomeza kugeza ku ndunduro, kandi amakuba akomeye yarateganijwe.

27 Azakomezanya isezerano n'abantu benshi, mu gihe cy'icyumweru kimwe, maze hagati y'icyo cyumweru abuze ibitambo n'amaturo. Iruhande rw'Ingoro bazahatereka ishyano ry'icyorezo, rizahaguma kugeza ku ndunduro yagenewe umurimbuzi.

## Daniyeli 10

### IBONEKERWA RIKOMEYE
### IGIHE CY'UBURAKARI

#### Daniyeli abonekerwa n'umuntu wambaye imyenda ya hariri

1 Mu mwaka wa gatatu w'ingoma ya Sirusi, umwami w'Ubuperisi, ijambo ry'Uhoraho rihishurirwa Daniyeli, wiswe Balitazari: ijambo ry'amanyakuri kandi ryamenyeshaga intambara ikomeye. Daniyeli arizirikana yitonze, amenya igisobanuro cyaryo abikesheje ibonekerwa.

2 Icyo gihe, jyewe Daniyeli, nari mu muhango wo kwihana umara ibyumweru bitatu:

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3sinaryaga ibiryo biryoshye, inyama na divayi ntibyangeraga ku munwa, kandi sinari nkisiga amavuta kugeza ko ibyumweru bitatu birangira.

4Ku munsi wa makumyabiri n'ine w'ukwezi kwa mbere, ubwo nari ndi ku nkombe y'uruzi runini rwa Tigiri,

5nubura amaso ngo ndebe: mbona umuntu wambaye umwenda wa hariri, akenyeje umukandara wa zahabu iyunguruye.

6Umubiri we wabengeranaga nk'ibuye rya kirisolite, uruhanga rwe rwakirana nk'umurabyo. Amaso ye yari ameze nk'amatara yaka, amaboko n'amaguru arabagirana nk'umuringa usennye, yavuga ukagira ngo ni urusaku rw'abantu benshi.

7Ni jye jyenyine Daniyeli witegerezaga iryo bonekerwa; abantu twari kumwe nta cyo babonaga, ahubwo bahindaga umushyitsi ukabije, barahunga bajya kwihisha.

8Nasigaye jyenyine nkomeza kwitegereza iryo bonekerwa rikomeye, ncika intege no mu maso yanjye hahinduka ukundi, nsigara nta kabaraga nkigira.

### Daniyeli abonekerwa n'umumalayika

9Nuko numva amagambo yavugaga, nkiyumva ndarabirana nitura hasi nubamye.

10Hanyuma mbona ikiganza kinkozeho, kirampagurutsa mpinda umushyitsi, nshinga amaboko n'amaguru.

11Arambwira ati «Daniyeli, muntu watoneshejwe, umva ibyo nkubwira, haguruka uhagarare aho, kuko ari wowe natumweho.» Ngo avuge ayo magambo mpaguruka ntengurwa.

12Yungamo ati «Wigira ubwoba, Daniyeli, kuko kuva ku munsi wa mbere, ubwo wifuzaga gusobanukirwa n'ibyari byabaye, ukiyemeza kwibabaza imbere y'Imana, amagambo yawe yarumviswe, ni na yo yatumye nza.

13Umutware w'ingoma y'Ubuperisi yandwanyije iminsi makumyabiri n'umwe, ariko Mikayeli, umwe mu Batware bakomeye, yaje kuntabara. Namusize arwana n'abami b'Ubuperisi,

14hanyuma nza kugusobanurira ibizagwirira umuryango wawe mu minsi ya nyuma; kuko ari ngiri irindi bonekerwa ku byerekeye iyo minsi.»

15Amaze kumbwira ibyo ngibyo, mpita nubika umutwe ku butaka nta n'icyo mvuze;

16nuko mbona uwasaga n'umwana w'umuntu ankora ku munwa. Mbumbura umunwa ngo mvuge, maze mbwira uwari uhagaze imbere yanjye, nti «Mutegetsi wanjye, iri bonekerwa rinteye kongera kugira agahinda kandi rinciye intege.

17Ese ye, umugaragu w'Umutegetsi wanjye, uko unduzi uku, nabasha nte kuvugana n'Umutegetsi wanjye, kandi nacitse intege, nkaba nta n'akuka ngifite?»


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

18Nuko uwasaga n'umuntu yongera kunkoraho, arankiza.

19Aravuga ati «Wigira ubwoba, muntu watoneshejwe; gira amahoro, ugarure imbaraga n'ubutwari!» Igihe akibibimbwira numva ngaruye imbaraga maze ndavuga nti «Noneho Umutegetsi wanjye navuge, kuko yanshubije imbaraga.»

### Ubuhanuzi butangazwa

20aNuko arambaza ati «Uzi icyatumye nza ngusanga?

21aUbu ngiye kukumenyesha ibyanditswe mu Gitabo cy'amanyakuri.

20bDore ngomba gusubira kurwana n'umutware w'Ubuperisi; igihe nzaba nagiye hakazaza umutware w'Ubugereki.

21bNta n'umwe uzabamfasha, uretse Mikayeli, umutware wanyu.

## Daniyeli 11

1Ni we nishingikiriza kugira ngo antabare kandi anshyigikire.

2Ubu rero nkaba ngiye kukumenyesha ukuri.

### Intambara za mbere z'Abaselewukusi n'Abalagide

Dore nanone abami batatu bagiye gutegeka Ubuperisi; uwa kane akazabarusha ubukungu. Igihe ubukungu bwe buzaba bwamugize igihangange, azahaguruka arwanye ingoma zose z'Ubugereki.

3Hazajyaho undi mwami w'umunyamaboko, ategeke ingoma nini kandi ajye akora icyo yishakiye.

4Namara gukomera, ingoma ye izacibwamo uduce maze igabanywe ibyerekezo bine by'ikirere, ariko abamukomokaho nta ruhare bazayigiraho. Ntibazongera kuyitegeka nk'uko yayitegekaga, kuko iyo ngoma ye bazayinyaga ikagabirwa abandi.

5Umwami wo mu majyepfo azaba igikomerezwa ariko umwe mu batware be azamurusha ububasha, n'ingoma ye izarushe ubunini iy'uwa mbere.

6Nyuma y'imyaka mike bazagirana isezerano, kandi umukobwa w'umwami wo mu majyepfo azasanga umwami wo mu majyaruguru kugira ngo abuzuze; ariko n'uwo mukobwa ntazakomera ndetse n'abamukomokaho ntibazaramba, ahubwo we n'abamuzanye hamwe n'umwana we bazatangwa, kimwe n'abari barigeze kumugiraho ububasha bose.

7Icyo gihe, umwe mu bamukomokaho azamuzungura, atere ingabo z'umwami wo mu majyaruguru, yinjire mu kigo cye gikomeye kandi abatsinde.

8Ndetse n'ibigirwamana byabo, amashusho yabo n'ibikoresho bikozwe muri feza no muri zahabu, azabinyage byose abijyane mu Misiri. Hanyuma azamara imyaka mike yitaruye umwami wo mu majyaruguru.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Uwo mwami wo mu majyaruguru azajya mu ngoma y'umwami wo mu majyepfo, hanyuma azagaruke mu gihugu cye.

10Abahungu be bazahaguruka bakoranye abantu batagira ingano b'abanyamaboko; umwe muri bo n'ingabo ze azarwane kugeza ubwo agera bundi bushya ku kigo gikomeye.

11Nuko umwami wo mu majyepfo bizamurakaze cyane, ahaguruke atere umwami wo mu majyaruguru, ufite igitero cy'ingabo zitagira ingano, ariko izo ngabo zizigarurirwe n'umwami wo mu majyepfo.

12Azatsemba izo ngabo zitagira ingano bitume umutima we wirata; ariko n'ubwo azaba yatsinze izo ngabo ibihumbi n'ibihumbi, ntazongera kugira imbaraga ukundi.

13Umwami wo mu majyaruguru azagaruka yakoranyije ingabo ziruta iza mbere ubwinshi; nihashira igihe gitoya azatere n'igitero gikomeye kandi gifite intwaro nyinshi.

14Icyo gihe abantu benshi bazahagurukira kurwanya umwami wo mu majyepfo, ndetse n'abarwanyi bo mu muryango wawe bazahagurukira kurangiza ibyo wabonye muri iri bonekerwa, ariko ntibazabishobora.

15Ubwo umwami wo mu majyaruguru azaza, arunde ikirundo cy'ibitaka cyo kuririraho kugira ngo afate umugi uzitiye. Abantu bo mu majyepfo ntibazamuhangara, n'intwari mu gihugu ntizizabona imbaraga zo kumurwanya.

16Uzahagurukira kumurwanya azamugenza uko ashaka, kuko nta n'umuntu n'umwe uzamuhangara. Azemarara mu gihugu kirusha ibindi ubwiza, acigatiye mu biganza bye ububasha bwo kurimbura.

17Azagambirira kwigarurira ingoma ye yose uko yakabaye, hanyuma agirane na we isezerano, amuhe umukobwa mu bagore be kugira ngo abone uko amutsinda; ariko ntibizamushobokera, bizamuca mu myanya y'intoki.

18Azahindukirana ibirwa kandi ahafate abantu batagira ingano, ariko umwe mu bahanga b'amategeko be azatsembe ako gasuzuguro ke, ariko we atagishoboye kumwihimura.

19Hanyuma azahindukira yitegereze ibigo bikomeye by'igihugu cye, ariko azatsikira, agwe ubutazongera kumubona ukundi.

20Azazungurwa n'undi mutware uzohereza intumwa gusahura ibyiza by'igihugu, ariko na we azarimburwe nyuma y'iminsi mike; nyamara ntibizabera mu ruhame cyangwa se mu ntambara.

### Antiyokusi Epifani

21Uzazungura uwo na we azaba ari umuntu w'insuzugurwa, bituma adahabwa icyubahiro cy'ubwami. Azaza igihe cy'amahoro, afate igihugu akoresheje amayeri.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22Ingabo zizagwa imbere ye, zijanjagurwe kimwe n'Umutware w'isezerano.

23Kubera uburiganya bwe azamera nk'umugambanyi, agende arushaho gukomera n'ubwo azaba ari kumwe n'abantu bake bwose.

24Igihe cy'amahoro, azatera uturere turumbuka tw'igihugu, agenda akora ibyo ba se n'abakurambere babo batigeze bakora; kuko we azagabanya abantu be iminyago, imicuzo n'ubukungu, akazakoranya intwaro zo gutera ibigo bikomeye, ariko ibyo bikazamara igihe gitoya.

25Namara kwizera imbaraga ze n'ubutwari bwe, azatera umwami wo mu majyepfo, agabye igitero cy'ingabo nyinshi. Umwami wo mu majyepfo azahaguruka, ajye kurwana n'icyo gitero cy'ingabo nyinshi kandi zikomeye cyane, ariko ntazabishobora kuko bazaba bamuteze imitego myinshi.

26Nuko abasangiraga na we ku meza bazabe ari bo bamutemagura, ingabo ze zigwe mu gihirahiro kandi benshi muri zo bagwe ku rugamba.

27Abo bami bombi b'imitima yuje ubugome, bazicarana ku meza amwe maze baryaryane; ariko nta cyo bazageraho kuko igihe cyagenwe kizaba kitaragera.

28Umwami wo mu majyepfo azagarukana mu gihugu cye ubukungu bwinshi, ari na ko umutima we urwanya Isezerano ritagatifu; namara gukora ibyo ashaka azasubire mu gihugu cye.

29Igihe nikigera azasubira mu majyepfo, ariko ntazahava amahoro nk'uko yahageze,

30kuko amato y'i Kitimu azaza kumurwanya, akazacika intege. Ubwo azagaruka arakariye cyane Isezerano ritagatifu, kandi yongere kwikundisha abahemutse kuri iryo Sezerano ritagatifu.

31Azohereza ingabo zize zandavuze Ingoro y'umugi, bavaneho igitambo gihoraho kandi bahateze ishyano ry'icyorezo.

32Abaca ku Isezerano azakomeza kubayobya n'amagambo ye aryohereye, ariko abazi Imana yabo bazayikomeraho kandi bayikorere.

33Abahanga mu muryango bazigisha imbaga, ariko bazicishwa inkota n'umuriro, bafungwe kandi bacuzwe ibyabo ku gahato.

34Muri iryo totezwa, abazabatera inkunga bazaba bake, nyamara benshi bakazifatanya na bo bakoresheje amayeri.

35Bamwe muri abo bahanga bazicwa, ku buryo urwo rupfu rwabo rusukura benshi muri rubanda, buhagirwe bityo babe abere kugeza ku munsi w'Indunduro, kuko igihe cyagenwe kizaza.

36Umwami azakora ibyo yishakiye byose, yirata kandi yikuza ngo asumba imana zose, azasukiranye n'ibigambo bituka Imana iruta izindi. Azanezerwa kugeza ko

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

uburakari bugera ku ndunduro yabwo, kuko ibyavuzwe bizarangizwa.

37Uwo mwami ntazita ku bigirwamana by'abakurambere be, habe no ku kigirwamana cyatoneshejwe n'abagore, cyangwa se ku kindi icyo ari cyo cyose, ahubwo ni we ubwe uzishyira hejuru ya byose.

38Mu cyimbo cy'ibyo bigirwamana azubaha imana y'ibigo bikomeye, yubahe imana ba se batigeze bamenya abigirishije zahabu na feza, amabuye y'agaciro n'ibintu by'igiciro gikomeye.

39Azifashisha ingabo zisenga imana y'amahanga kugira ngo arengere ibigo bikomeye, abazamuyoboka azabahundazeho icyubahiro, abahe gutegeka imbaga, abagabire amasambu ho igihembo.

## IGIHE CY'INDUNDURO

### Amaherezo y'utoteza

40Igihe cy'Indunduro umwami wo mu majyepfo azamurwanya, n'uwo mu majyaruguru azamutere n'amagare ye y'intambara, abanyamafarasi be, n'amato ye atagira ingano. Azinjira mu bihugu, abivuyange kandi abyambukiranye.

41Azinjira mu gihugu kiruta ibindi ubwiza, ahice abantu benshi; ariko abo muri Edomu, muri Mowabu, n'abasigaye muri bene Amoni, bo bazamuve mu nzara.

42Azaramburira ikiganza cye ku bihugu, ndetse n'igihugu cya Misiri ntigiteze kurokoka.

43Azigabiza ububiko bwa zahabu na feza, n'ibintu byose by'agaciro gakomeye bya Misiri. Abanyalibiya n'Abanyakushi bazamugaragira.

44Nyamara inkuru ziturutse mu burasirazuba no mu majyaruguru zizamukura umutima, agende arakaye cyane, agiye kurimbura no gutsemba abantu batagira ingano.

45Azashinga amahema yo guturamo hagati y'inyanja n'Umusozi mutagatifu w'igihugu kiruta ibindi ubwiza, azahabe kugeza igihe azapfira kandi nta n'umuntu n'umwe uzamutera inkunga!

## Daniyeli 12

1Icyo gihe Mikayeli, Umutware mukuru urenganura abana b'umuryango wawe, azahaguruka. Kizaba ari igihe cy'amakuba atigeze kubaho kuva aho ihanga ribereyeho kugeza ubu. Icyo gihe kandi umuryango wawe uzarokoka, mbese abanditswe mu Gitabo cy'ubugingo bose.

### Ukuzuka no guha buri muntu igihembo cye

2Abantu benshi basinziriye bari mu mukungugu w'ikuzimu, bamwe bakangukire guhabwa ubugingo buhoraho, abandi bakangukire gukozwa isoni n'ubucibwe

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bw'iteka ryose.

3Ababaye abahanga bazabengerana nk'ikirere cy'ijuru, n'abazaba baratoje ubutungane imbaga itabarika, bazabengerane nk'inyenyeri iteka ryose.

4Daniyeli rero, wowe shyingura ayo magambo, maze igitabo ugifungishe ikashe kugeza ku Ndunduro y'ibihe. Abantu benshi bazajarajara hirya no hino, n'ubugome burusheho kwiyongera.»

## Ubuhanuzi bufungishijwe ikashe

5Jyewe Daniyeli, uko nakitegereje mbona abandi bantu babiri bahagaze, umwe hakurya, undi hakuno y'uruzi.

6Umwe muri bo abwira undi muntu wari wambaye imyenda ya hariri akaba yari ahagaze hejuru y'amazi y'urwo ruzi, ati «Ibi bintu bitangaje bizarangira ryari ?»

7Nuko wa muntu wambaye imyenda ya hariri uhagaze hejuru y'amazi y'uruzi, azamura ikiganza cy'iburyo n'icy'ibumoso abyerekeje ku ijuru, mwumva arahira mu izina ry'Uriho iteka ryose, avuga ati «Ibyo bintu bizamara igihe n'ibihe, n'inusu y'igihe, bikazarangirana kandi n'ubujanjagurwe bw'imbaraga z'Umuryango mutagatifu.»

8Ubwo narumvaga ariko sinsobanukirwe. Hanyuma ndabaza nti «Nyagasani, Mutegetsi wanjye, iherezo ry'ibyo bintu rizaba irihe?»

9Aransubiza ati «Genda, Daniyeli, kuko aya magambo yashyinguwe kandi agafungishwa ikashe kugeza ku Ndunduro.

10Abantu benshi bazuhagirwa babe abere kandi basukurwe; abagome bazagira nabi, ntibazigera basobanukirwa, naho abahanga bazasobanukirwe.

11Uhereye igihe igitambo gihoraho kivaniweho hagashyirwaho ishyano ry'icyorezo, hazashira iminsi igihumbi na magana abiri na mirongo cyenda.

12Hahirwa uzakomera akageza ku minsi igihumbi na magana atatu na mirongo itatu n'itanu.

13Naho wowe genda uruhuke; mu minsi ya nyuma uzabyuka uhabwe umugabane wawe.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Hozeya

## Hozeya 1

1Dore ijambo ry'Uhoraho ryabwiwe Hozeya, mwene Beyeri, mu gihe Oziya, Yotamu, Akhazi na Hezekiya bari abami ba Yuda, no mu gihe Yerobowamu, mwene Yowasi, yari umwami wa Israheli.

### UBUKWE BWA HOZEYA N'ICYOBUSOBANURA

#### Ubukwe bwa Hozeya n'abana yabyaye

2Intangiriro y'amagambo Uhoraho yabwiye Hozeya. Uhoraho abwira Hozeya, ati «Genda ushake umugore w'indaya, uzakubyarira abana bameze nka we, kuko iki gihugu kigize indaya, kikirengagiza Uhoraho.»

3Nuko aragenda acyura Gomeri, umukobwa wa Dibilayimu, araza asama inda maze amubyarira umuhungu.

4Uhoraho abwira Hozeya, ati «Mwite Yizireyeli , kuko hasigaye igihe gito, inzu ya Yehu nkayiryoza amaraso yameneye i Yizireyeli, kandi ngatsemba ubwami bw'inzu ya Israheli.

5Uwo munsi nyine, umuheto wa Israheli nzawuvunagurira mu kibaya cya Yizireyeli.»

6Umugore arongera asama inda, abyara umukobwa. Uhoraho abwira Hozeya, ati «Mwite Lo-Ruhama (Ntambabazi), kuko inzu ya Israheli ntazongera kuyigirira impuhwe ukundi, ngo nyibabarire.

7Naho inzu ya Yuda yo nzayigirira impuhwe, maze mbakize, jyewe Uhoraho, Imana yabo. Nta bwo rero nzabakiza nkoresheje umuheto, inkota cyangwa ngo ndeme intambara, nta n'ubwo nzakoresha amafarasi cyangwa abayagenderaho.»

8Lo-Ruhama ngo amare gucuka, Gomeri arongera asama inda abyara umuhungu.

9Uhoraho abwira Hozeya, ati «Mwite Lo-Ami (Si umuryango wanjye), kuko mutakiri umuryango wanjye, nanjye simbe Imana yanyu.»

## Hozeya 2

#### Imana izakira bundi bushya umuryango wayo

1Abana ba Israheli bazangana n'umusenyi wo mu nyanja, udashobora gupimwa cyangwa se kubarurwa ; kandi aho kubwirwa ngo «Ntimuri umuryango wanjye», noneho bazabwirwe ngo «Muri abana b'Imana nzima».

2Abayuda n'Abayisraheli bazateranira hamwe, bishyirireho umutware umwe rukumbi maze buzure igihugu; kuko umunsi wa Yizireyeli uzaba ikirangirire.

3Nimubwire abavandimwe banyu, muti «Ntimukiri Lo-Ami, ahubwo muri umuryango wanjye», na bashiki banyu, muti «Ntimukiri Lo-Ruhama, ahubwo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

abagiriwe imbabazi.»

### Israheli ni nk'umugore w'umuhemu

4Nimuburanye nyoko! Ngaho nimumuburanye, kuko atakiri umugore wanjye, nanjye simbe umugabo we! Navane mu maso ye imirimbo y'uburaya bwe, akure hagati y'amabere ibiranga ubusambanyi bwe.

5Nibitaba ibyo, nzamucuza imyambaro, asigare atumbuje, mugire nk'uko yari ameze umunsi avuka. Nzamugira nk'ubutayu, abe nk'ubutaka bwumagaye, kandi nzamwicishe inyota.

6Abana be sinzabagirira igishyika, kuko ari abana bo mu buraya.

7Koko rero, nyina ubabyara yigize indaya, uwabatwise yikojeje isoni igihe avuze ati «Ngiye kwiruka inyuma y'amacuti yanjye, kuko ari bo bampa umugati n'amazi, hamwe n'ubwoya bw'intama n'ihariri, bakanyihera amavuta n'ibyo ninywera.»

8Ni cyo gituma ngiye gufungisha inzira ye amahwa, nyizitire kugira ngo atazabona aho anyura ukundi.

9Aziruka inyuma y'amacuti ye, ariko ntazayashyikira, azayashakashake yoye kuyabona, maze azavuge ati «Ngiye gusubira ku mugabo wanjye wa mbere, kuko nari merewe neza kuruta ubu ngubu.»

10Ntiyigeze amenya ko ari jye wamuhaga ingano, divayi nshyashya n'amavuta matoto; namukungahaje kuri feza na zahabu, ari na byo bakoresherezaga Behali.

11Ni yo mpamvu nzaza nkisubiza ingano zanjye igihe cy'isarura, na divayi yanjye nshyashya igihe cy'umwero wayo; nzamwambure ubwoya bw'intama n'ihariri byanjye byahishiraga ubutumbuze bwe.

12Noneho ngiye kumwambika ubusa mu maso y'amacuti ye, kandi nta n'umwe uzaba akimunkuye mu nzara.

13Nzavanaho ibyishimo bye n'iminsi mikuru ye, ibirori bya buri mboneko y'ukwezi, amasabato ye, n'andi makoraniro akomeye yajyagamo.

14Nzarimbura umuzabibu we n'umutini we yavugaga ngo «Dore igihembo niherewe n'amacuti yanjye», mbihindure ibihuru birishwe n'inyamaswa zo mu ishyamba.

15Nzamuryoza iminsi yamaze agaragiye za Behali, azitwikira imibavu, ubwo yabaga yambaye amaherena ye n'inigi ze, akiruka inyuma y'amacuti ye, naho jye akanyibagirwa. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

16Ni yo mpamvu ubu ari jye ugiye kumuhendahenda, nzamujyane mu butayu maze mwurure umutima.

17Nzamusubiza imizabibu ye, ikibaya cya Akori nkigire irembo ry'amizero. Azahanganiriza nk'igihe cy'ubuto bwe, mbese nk'igihe yazamukaga ava mu gihugu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

cya Misiri.

18Uwo munsi kandi — uwo ni Uhoraho ubivuga — uzanyita ngo «Umugabo wanjye»,
uzahurwe burundu kongera kunyita ngo «Behali wanjye ».

19Nzavana mu kanwa ke amazina ya za Behali, amazina yazo ntazavugwa ukundi.

20Uwo munsi nyine, nzamuha kugirana isezerano n'inyamaswa zo mu gasozi, inyoni
zo mu kirere n'ibyikurura ku butaka; nzavunagura imiheto n'inkota by'intambara,
ubutazongera kuboneka mu gihugu; bityo abaturage bazibereho mu mudendezo.

21Nzagucyura ube uwanjye iteka ryose, dushyingiranwe bishingiye ku butabera
n'ubutungane, duhorane urugwiro n'urukundo.

22Nzashyingiranwa nawe nkugaragarize ubudahemuka, maze uzamenye Uhoraho.

23Uwo munsi — uwo ni Uhoraho ubivuga — nzatuma ijuru riha isi imvura yifuza,

24nuko isi yere ingano, itange na divayi nshyashya n'amavuta matoto, maze isubize
ityo ibyifuzo bya Yizireyeli.

25Nzamugwiza mu gihugu, kandi ngirire imbabazi Lo-Ruhama, nzabwira Lo-Ami nti
«Uri umuryango wanjye», na we ambwire ati «Uri Imana yanjye!»

## Hozeya 3

### Hozeya acyura umugore wamuhemukiye, akamugerageza

1Uhoraho arambwira ati «Genda, wongere ukunde wa mugore w'umusambanyi
kandi ukunda undi mugabo. Jya umukunda nk'uko Uhoraho akunda Abayisraheli,
ariko bo bakamwirengagiza bayoboka izindi mana, zikunda utugati tw'imbuto
z'imizabibu batura.»

2Nuko wa mugore ndamucyura mutanzeho amasikeli cumi n'atanu, n'ikigega n'igice
by'ingano za bushoki,

3maze ndamubwira nti «Uzigumire iwanjye igihe kirekire, wirinde uburaya cyangwa
kurarikira undi mugabo; nanjye kandi ni ko nzakugenzereza.»

4Koko rero, n'Abayisraheli bazamara igihe kirekire batagira umwami, nta mutware,
nta n'igitambo, nta nkingi, nta n'uruhago cyangwa amabuye y'ubufindo.

5Nyuma y'ibyo, Abayisraheli bazisubiraho bashakashake bundi bushya Uhoraho,
Imana yabo, na Dawudi , umwami wabo; kandi mu bihe bizaza bazagarukire Uhoraho
n'ibyiza bye, bamusange bamwubashye.

## Hozeya 4

## ISRAHELI IZAHANIRWA UBUGOME BWAYO

### Imana iburanya Israheli

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1Bayisraheli, nimwumve ijambo ry'Uhoraho: Uhoraho araburanya abaturage b'igihugu, kuko nta kuri, nta n'urukundo rwa mugenzi wabo, cyangwa kumenya Imana, bikirangwa mu gihugu;

2ahubwo bararahira ibinyoma bakabeshya, baricana bakiba, barasambana kandi bakagira urugomo; amaraso amenwe agasimburwa n'andi!

3Ni cyo gitumye rero igihugu kiri mu cyunamo, abaturage bacyo bose bakarimbukira rimwe, inyamaswa zo mu ishyamba n'inyoni zo mu kirere, ndetse n'amafi yo mu nyanja, byose bigapfa.

### Imana ishinja abaherezabitambo ba Israheli

4Muramenye! Ntihagire n'umwe ushinja mugenzi we, cyangwa ngo mwitane ba mwana; ahubwo uwo mburanya, ni wowe, muherezabitambo!

5Uzasitara ku manywa y'ihangu, n'umuhanuzi asitarane nawe nijoro, kandi n'igihugu cyakubyaye nzakirimbura.

6Umuryango wanjye urarimbutse kuko utamenye ! None rero kubera ko wanze kumenya, ndaguhigitse ntuzongera kumbera umuherezabitambo; kuko wirengagije amategeko y'Imana yawe, nanjye nzirengagiza abana bawe.

7Bose uko bangana bancumuyeho, ikuzo ryabo barihinduye urukozasoni.

8Batungwa n'amaturo y'umuryango wanjye wampemukiye, bityo bakifuza ko wakomeza ugacumura.

9Uko bizagendekera umuherezabitambo, bizagenda bityo no kuri rubanda; nzabaryoza imyifatire yabo, mbahanire n'ibikorwa byabo.

10Bazarya ubudahaga, basambane ubutororoka, kuko bibagiwe Uhoraho, bakohokera ubuhabara.

### Irari ry'uburaya riyobya Israheli

11Irari ry'uburaya n'ubusinzi bibatesha umutwe,

12umuryango wanjye ukagisha inama igiti cyawo, ishami ryacyo rikaba ari ryo riwugira inama. Kuko irari ry'uburaya ryawuyobeje, mu buhabara bwabo bakitandukanya n'Imana yabo.

13Baraturira ibitambo mu mpinga z'imisozi, ku tununga bakahatwikira imibavu, ndetse no mu nsi y'umwerezi, umunyinya n'umushishi, kuko bashimishwa no kwibera mu gicucu cyabyo. Ni cyo gituma rero n'abakobwa banyu baba indaya, abakazana banyu bagasambana.

14Sinzaryoza abakobwa banyu uburaya, abakazana banyu ngo mbahanire ubusambanyi; kuko namwe ubwanyu mwihererana indaya, mugafatanya na zo gutura ibitambo. Nguko uko umuryango utagira ubwenge ugiye kurimbuka!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Imana iburira Yuda na Israheli

15Israheli rero, nuramuka wigize indaya, Yuda ntakagenze nkawe! Ntimukajye i Giligali cyangwa ngo muzamuke i Betaveni, kandi ntimukavuge ngo «Nkurahije Uhoraho Muzima!»

16Ni koko, Israheli yari yarigometse nk'inka yica; noneho se Uhoraho azabarungika mu rwuri rugari, nk'intama?

17Efurayimu yo yisunze ibigirwamana, nimuyireke!

18Ubusinzi bwabo niburangira, bazohokera mu busambanyi, kuko Ikuzo ryabo bariguranye ibikozasoni.

19Ariko umuyaga w'inkubi uzabagurukana, bakozwe isoni n'ibitambo byabo.

## Hozeya 5

### Imana iraburira abaherezabitambo, abakuru n'abami

1Baherezabitambo, nimwumve ibi ngibi, nimubitege amatwi namwe, ab'inzu ya Israheli, namwe abo ku rurembo rw'ibwami, mubyumve! Ni mwebwe mwashinzwe guca imanza, nyamara i Misipa mwabereye inkomyi umuryango wanjye, munawubere umutego ku musozi wa Taboru.

2Bongereye urwobo rw'i Shitimu , barugira rurerure, none nanjye ngiye kubahana bose.

3Efurayimu ndayizi neza, na Israheli sinyiyobewe; kubera ko Efurayimu yoramye mu buraya, Israheli na yo yarandavuye.

4Ibikorwa byabo bibabuza kugarukira Imana yabo, kuko batwawe n'irari ry'uburaya, maze ntibamenye Uhoraho.

5Ubwibone bwa Israheli burayishinja, Israheli na Efurayimu baradandabirana kubera ibicumuro byabo, bityo na Yuda ikabatutuba inyuma.

6Bazajyana n'amatungo yabo magufi n'amaremare, bajye gushakashaka Uhoraho, ariko ntibazamubona kuko azaba yabazinutswe!

7Bahemukiye Uhoraho kuko babyaye ibinyendaro; none mu kwezi kumwe bazarimbukana n'umunani wabo.

### Intambara mu bavandimwe

8Nimuvugirize ihembe i Gibeya, i Rama havugire akarumbeti, muvugirize induru i Betaveni, muti «Benyamini we, ngaho baguturutse inyuma!»

9Umunsi wo guhanwa, Efurayimu izahinduka itongo, naho imiryango ya Israheli nyimenyeshe ibizayibaho.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Abatware ba Yuda bameze nk'abimura imbibi z'igihugu, nzabacuburiraho
imivumba y'uburakari bwanjye.

11Efurayimu yashikamiwe izatsindwa n'urubanza, kuko yanyuzwe no kwiruka
inyuma y'ibitagira shinge.

12Nanjye, Efurayimu nzayimerera nk'ibihushi, naho inzu ya Yuda nyimunge.

13Efurayimu yabonye uburwayi bwayo, na Yuda ibona igikomere cyayo; Efurayimu
ni ko kwirukira muri Ashuru , kandi yohereza intumwa ku mwami mukuru. Nyamara
na we ntazashobora kubavura, cyangwa ngo abomore igikomere cyanyu.

14Byongeye kandi, Efurayimu nzayimerera nk'intare, inzu ya Yuda nyimerere
nk'icyana cy'intare; jye ubwanjye nzabatanyaguza maze nigendere, njyane umuhigo
wanjye kandi nta we uteze kuwunyambura.

15Nzagenda nigumire iwanjye kugeza ko bazumva igicumuro cyabo, maze
bagashakashaka uruhanga rwanjye; koko kandi igihe bazaba bari mu mubabaro, ni
bwo bazanshakashaka.

## Hozeya 6

### Israheli igarukira Imana by'akanya gato

1Nuko muravuga muti «Nimuze tugarukire Uhoraho. Ni we wadukomerekeje kandi
ni we uzatuvura, ni we wadukubise, azomora ibikomere byacu.

2Nyuma y'iminsi ibiri azaba yaduhembuye, ku munsi wa gatatu aduhagurutse, maze
twibanire.

3Nidushishikarire kumenya Uhoraho, nta shiti, azatunguka nk'umuseke ukebye,
azatugeraho ameze nk'imvura yuhira imyaka, mbese nk'uko imvura y'umuhindo
isomya ubutaka.»

4— Yewe Efurayimu, nkugenze nte koko? Nawe Yuda, rwose nkugire nte? Urukundo
rwanyu ni nk'igihu cya mu gitondo, cyangwa ikime cyumuka ako kanya.

5Ni cyo gitumye rero mbahanisha abahanuzi, nkabicisha amagambo avuye mu kanwa
kanjye, kandi urubanza rwanjye rukazabagwa gitumo nk'urumuri;

6kuko nshimishwa n'urukundo kuruta ibitambo, no kumenya Imana bikandutira
ibitambo bitwikwa.

### Ibicumuro bya Israheli, ibya kera n'iby'ubu

7Ariko bo bishe isezerano bakiri i Adama, ari na ho bampemukiriye.

8Gilihadi yahindutse umugi w'abagiranabi, wahindanyijwe n'amaraso.

9Uko abambuzi biremamo ibico, ni na ko agatsiko k'abaherezabitambo kicira abantu
ku nzira y'i Sikemu! Ngayo amarorerwa bariho bakora!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10I Beteli nahabonye ibintu biteye ubwoba: Efurayimu ni ho ikorera uburaya bwayo,
na Israheli yose ikiyandavuza.

11Nawe rero Yuda, icyo nguteze kiri aho, igihe nzaba nibutse umuryango wanjye.

## Hozeya 7

1Igihe nshatse gukiza Israheli, amafuti ya Efurayimu n'ubugome bwa Samariya ni
bwo byigaragaje; ni koko ibyo bakora ni ibinyoma: umujura arinjira mu nzu, agatsiko
k'abambuzi kagaca ibintu ku gasozi.

2Ntibajya batekereza na rimwe ko nibuka ubugome bwabo! None ibikorwa byabo
birabagose, kandi biri imbere yanjye.

3Banezeza umwami n'ubwo bugome bwabo, uburyarya bwabo bugashimisha
abatware.

4Bose uko bangana ni abasambanyi; bameze nk'itanura rikomeza kugurumana,
ndetse n'iyo umutetsi w'imigati atongeyemo inkwi, kuva igihe avanze umutsima
kugeza ubwo ututumba.

5Ku munsi mukuru w'umwami wacu, abatware basinda divayi nyinshi banyoye,
bagategera ibiganza abasetsi bari kumwe.

6Ni abagambanyi, bakamera nk'umuriro w'itanura, umutima wabo wuzuye
uburyarya; ijoro ryose uburakari bwabo buracururuka; bwacya bakagurumana
nk'itanura.

7Bose baragurumana nk'itanura, bariho baratanyagura abacamanza babo, abami
babo bose baraguye, kandi nta n'umwe muri bo ukintakira!

### Israheli irimburwa n'amahanga yitabaje

8Dore Efurayimu yivanze n'indi miryango, imeze nk'umutsima utabirinduwe wahiye
uruhande rumwe.

9Abanyamahanga barayinyunyuza imitsi, ariko yo nta cyo ibiziho! Ndetse n'umutwe
wayo wameze imvi, nyamara yo ntibimenya!

10Ubwibone bwa Israheli burayishinja, nyamara ntibagarukira Uhoraho, Imana yabo,
n'ubwo babona ibyo byose, nta bwo bamushakashaka!

11Efurayimu ni nk'inuma y'injiji idatekereza, baratakira Misiri, bakirukankira no
muri Ashuru;

12aho bazajya hose, ni ko nzabatega umutego. Nzabahanantura nk'ibisiga byo mu
kirere, mbahane bakimara kurema ikoraniro.

### Israheli izahanirwa ubuhemu bwayo

13Nibagushe ishyano kuko bampunze, barimbuke kuko banyigometseho! Nanjye se


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

naba uwo kubacungura, kandi bambwira ibinyoma?

14Ntibantakambira babikuye ku mutima; baborogera ku buriri bwabo, bakirasaga umubiri, babitewe no kwishakira ingano na divayi nshyashya, naho jye bakangomera.

15Nyamara jye narabayoboye, nkomeza amaboko yabo, ariko bo bakangira imigambi yo kungirira nabi.

16Iyo bagarutse, si jye baba bagarukiye, ahubwo baba bameze nk'umuheto utanoze. Abatware babo bazarimburwa n'inkota, bazazira ubugome bw'ururimi rwabo, maze basekerwe mu gihugu cya Misiri.

## Hozeya 8

### Imana iburira Israheli

1Nimuvuze ihembe ! Icyago kiguye nka kagoma hejuru y'inzu y'Uhoraho, kuko bishe Isezerano ryanjye kandi bagahemuka ku mategeko yanjye.

2Barantakira, bagira bati «Mana yanjye, twebwe Abayisraheli turakuzi.»

3Nyamara Israheli yazibukiriye ibyiza, none umwanzi nayikurikirane.

4Biyimikiye abami batambajije, bishyiriraho n'abatware jyewe ntabizi. Bariremera ibigirwamana muri zahabu na feza yabo, bakikururira batyo kurimbuka.

5Samariya rero, ikimasa cyawe ndagihigitse ! (Koko, uburakari bwanjye bwabagurumaniye: mbese bazanga gusukurwa kugeza ryari ?)

6Cyakomotse muri Israheli, gikozwe n'umunyabukorikori, kikaba rero atari Imana. Ni yo mpamvu ikimasa cyo muri Samariya kizahinduka ishingwe.

7Babibye umuyaga, bazasarura serwakira; bameze nk'ingano zitagira amahundo, ntizivemo n'ifu, n'aho kandi yabonekamo yaribwa n'abanyamahanga.

### Israheli irimbuka kubera amahanga yitabaje

8Israheli irayongobejwe, barasuzugurwa n'amahanga, mbese nk'abantu batagira agaciro,

9bitewe n'uko bazamutse bakajya muri Ashuru, ya ndogobe y'ishyamba yibera yonyine, Efurayimu ikagurira amacuti !

10N'ubwo baha amaturo atagira ingano abanyamahanga, ngiye kubakoranya bidatinze, maze mu gihe gito bazashengurwe n'umutwaro umwami w'abami agiye kubagerekaho.

### Igitambo kitavuye ku mutima

11Efurayimu yagwije intambiro zo kuvanaho ibyaha, none dore zayibereye impamvu yo gucumura kurushaho.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12N'aho nayandikira ingingo igihumbi mu mategeko yanjye, babifata nk'aho ari ikintu cy'icyaduka!

13Bakunda kuntura ibitambo, no kurya inyama zabyo, nyamara jye Uhoraho, ntibinshimisha. Kuva ubu nzakomeza kwibuka amakosa yabo, mbaryoze ibyaha byabo, basubire mu Misiri.

14Israheli yirengagije Uwayiremye maze yiyubakira ingoro, naho Yuda igwiza imigi ikomeye; ariko nzohereza umuriro muri iyo migi yayo, n'ibigo byayo bikongoke.

## Hozeya 9

### Agahinda bazagirira mu bihugu bya kure

1Israheli, wikwishima birenze urugero, wisabagizwa n'ibyishimo nk'indi miryango, kuko wigize indaya witarura Imana yawe, ukishimira igihembo cyahumanye uherwa ku mbuga zose zihurirwaho ingano.

2Ibivuye ku mbuga no mu rwengero ntibizabahaza, na divayi nshyashya bari bategereje ntibazayibona.

3Ntibazongera gutura mu gihugu cy'Uhoraho, kuko Efurayimu izasubira mu Misiri, bakazajya no muri Ashuru kurya ibyahumanye.

4Ntibazongera kumurikira Uhoraho divayi ho ituro riseswa, n'ibitambo byabo ntibizamushimisha ukundi. Bizabamerera nk'umugati barya bari mu cyunamo, abazabiryaho bose bazabe bahumanye; uwo mugati ni bo uzatunga ubwabo, ariko ntuzinjizwa mu Ngoro y'Uhoraho.

5Ubwo se muzakora iki ku munsi w'ikoraniro, ari wo munsi mukuru w'Uhoraho?

6Dore ngabo bahunze igihugu cyabo cyarimbutse, Misiri izabakira, ariko i Memfisi hazabe imva yabo; ibintu byabo by'agaciro gakomeye bizarengwaho n'ibitovu, n'amahwa apfukirane ahari amahema yabo.

### Umuhanuzi atangaza igihano bikamuviramo gutotezwa

7Ngiyi iminsi y'igihano iregereje, igihe cyo kuryozwa kirageze; Israheli nibimenye! Bariyamiriye bati «Umuhanuzi ahindutse umusazi, uwuzuwemo n'umwuka w'Uhoraho aravugaguzwa!» — Ni byo koko, ariko bitewe n'ubwinshi bw'ibicumuro byawe, kandi amagorwa azakugwirira, arakomeye cyane!

8Umuhanuzi uri kumwe n'Imana ye, ni we murinzi urengera Efurayimu; ariko baramutega imitego aho anyura hose, bakamutera no mu nzu y'Imana ye.

9Barihumanyije bikabije, nko mu gihe cy'i Gibeya , ariko Imana izibuka ibicumuro byabo, ibaryoze ibyaha bakoze.

### Igihano cy'ibicumuro by'i Behali-Pewori


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Kera nigeze kurabukwa Israheli, imeze nk'imbuto y'umuzabibu mu butayu, mbona
n'abasekuruza banyu bameze nk'imbuto y'umutini ihishije mbere; ariko bakigera i
Behali-Pewori biyegurira Sesoni, bahinduka batyo amahano nk'ibyo byabararuye!

11Ni cyo gitumye ikuzo rya Efurayimu rigurutse nk'inyoni: nta we ukibyara, nta
n'uzatwara inda cyangwa ngo hagire uyisama.

12Ndetse n'iyo babyirura abahungu, nababagomwa bataraba abagabo; ni koko,
bazabona ishyano nimara kwitandukanya na bo!

13Efurayimu ndabona imeze nka Tiri , yubatse ahantu hatohagiye, nyamara
bazayihatira gutanga abana ngo bicwe!

14Uhoraho, jya ubahana! Ariko se uzabahanisha iki?... Bahanishe kuba ingumba,
n'amabere uyumishe!

### Igihano cy'ibicumuro by'i Giligali

15Ububi bwabo bwose bwigaragarije i Giligali, ari na ho nahereye nkabanga urunuka.
Nzabirukana mu nzu yanjye, mbahoye ububi bw'ibikorwa byabo, sinzongera
kubakunda ukundi, bo n'abatware babo b'abahemu.

16Efurayimu yarafashwe none imizi yayo yarumagatanye, ntibazongera kwera
imbuto ukundi. Ndetse nibanabyara, nzabagomwa ibyo byiza bibarutse.

17Imana yanjye izabaca kuko batayumvise, maze bazajye kubuyera mu mahanga.

## Hozeya 10

### Ukurimbuka kw'ibigirwamana bya Israheli

1Israheli yari umuzabibu mwiza ukera imbuto zishimishije. Uko imbuto zayo
ziyongeraga, ni na ko yagwizaga intambiro; uko igihugu cyayo cyarushagaho
kurumbuka, ni ko n'inkingi z'ibigirwamana zarushagaho kuba nziza.

2Umutima wabo ni ibinyoma bisa, none bagiye kubiryozwa. Uhoraho ubwe agiye
gusenya intambiro zabo no guhirika inkingi zabo.

3Ubwo noneho bazavuga bati «Nta mwami tukigira kuko tutubashye Uhoraho. Ariko
se ubundi bwo, umwami yatumarira iki?»

4Barasukiranya amagambo, bararahira ibinyoma, bakagirana amasezerano, ariko
ubutungane bwo bakabwitaza, nk'aho ari icyatsi kirimo uburozi cyameze mu
murima.

5Abaturage b'i Samariya barahinda umushyitsi kubera ikimasa cy'i Betaveni; koko
rero, imbaga yose ikibereye mu cyunamo, kimwe n'abaherezabitambo bacyo. Ngaho
nibakomeze barate ikuzo ryacyo, kandi ryamaze kuyoyoka!

6Icyo kimasa kizajyanwa muri Ashuru, giturwe umwami mukuru. Efurayimu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

izakorwa n'isoni, na Israheli imwazwe n'uburiganya bwayo.

7Ibya Samariya byo birarangiye: umwami wayo aragenda ayobagurika nk'agashami gatwawe n'amazi.

8Amasengero y'ahirengeye y'i Aveni, ari na yo mvano y'icyaha cya Israheli, azasenywa ; amahwa n'ibitovu bipfukirane intambiro zabo, maze bazabwire imisozi bati «Nimuturidukireho ! », n'utununga bati «Nimudutwikire !»

9Mbese Israheli, i Gibeya si ho watangiriye gucumura, kandi kuva ubwo ntiwisubireho! None se intambara yareka ite gutera abagiranabi aho i Gibeya?

10Ndaje nzanywe no kubahana! Abanyamahanga bazakoranira kubarwanya, igihe bazahanirwa bya bicumuro byombi byahakorewe.

### Israheli yahemukiye Uhoraho

11Efurayimu yari nk'inyana imeze neza, igakunda guhonyorera ingano ku mbuga. Naho jyewe, ijosi ryayo ryiza ndihambiraho ibiziriko kugira ngo ijye ikurura icyuma gihingishwa. Yuda azahinga, naho Yakobo asanze intabire.

12Nimubiba mukurikije ubutungane, muzasarura imyaka myiza. Nimwitongorere imirima ikiri mishyashya; kuko ari cyo gihe cyo gushakashaka Uhoraho, kugeza ubwo azaza akadusesekazaho ubutungane.

13Mwahinze ubugome, musarura ubuhemu, kandi murya ku mbuto y'ikinyoma! Wiringiye amagare yawe y'intambara, n'ubwinshi bw'ingabo zawe;

14ni cyo gitumye hagiye kuba umuvurungano mu bantu bawe, ibigo byawe bikomeye bikarimburwa, mbese nk'uko Shalumani yarimbuye Beti-Arubeli, kuri wa munsi abana bicanwaga na ba nyina.

15Ngiryo ishyano mwikururiye kubera Beteli, n'ubugome bwanyu bukabije; naho umwami wa Israheli azarimburwe, umuseke ugikeba!

## Hozeya 11

### Uhoraho azahorera urukundo rwe banze kwakira

1Igihe Israheli yari akiri muto, naramukunze, kandi nahamagaye umwana wanjye ngo ave mu Misiri.

2Ariko uko nabahamagaraga, ni ko barushagaho kunyitarura; batura ibitambo za Behali, maze amashusho yazo bakayosereza imibavu.

3Nyamara Efurayimu, ni jye wamufataga akaboko, nkamwigisha gutambuka, ariko ntibigeze bamenya ko ari jye wabitagaho.

4Narabiyegerezaga mbigiranye urukundo, nkabizirikaho nk'uko abantu babigenza; mbiyegamiza ku musaya nk'umubyeyi uteruye umwana we, nca bugufi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ndabagaburira.

5Nuko rero, Israheli ntizasubira mu gihugu cya Misiri, ahubwo izategekwa n'umwami wa Ashuru, kuko yanze kungarukira!

6Inkota izibasira imigi yayo, isenye inzugi zayo, ibarimbure bazize imigambi yabo mibi.

### Uhoraho ni umunyambabazi

7Umuryango wanjye wihambira ku bucibwe bwawo; barawuhamagarira kugarukira Umusumbabyose, nyamara ntihagire n'umwe wibakura!

8Efurayimu, nabasha nte kugutererana, Israheli, nayigabiza nte? Nakugira se nka Adama, cyangwa nkakugenza uko nagenje Seboyimu ? Mu mutima wanjye nisubiyeho, impuhwe zanjye zirangurumanamo.

9Sinzakurikiza ubukana bw'uburakari bwanjye, kandi sinzarimbura ukundi Efurayimu; kuko ndi Imana simbe umuntu, nkaba Nyir'ubutagatifu rwagati muri mwe, sinzongera kugusanga mfite uburakari.

10Bazaza bakurikiye Uhoraho uzaba yivuga nk'intare; natangira kwivuga abana bazahinda umushyitsi, baze baturuka mu burengerazuba.

11Bazaturuka mu Misiri bameze nk'uruhuri, bave no mu gihugu cya Ashuru bameze nk'inuma; maze nzabatuze mu mazu yabo. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

## Hozeya 12

### Ubugome bwa Israheli

1Efurayimu irantangatanga n'ibinyoma, inzu ya Israheli ikabigirisha uburiganya.

(Ariko inzu ya Yuda yo iracyari kumwe n'Imana, ntihemukira Nyir'ubutagatifu.)

2Efurayimu itungwa n'umuyaga, buri munsi ikiruka inyuma y'umuyaga w'iburasirazuba, bityo ikagwiza ibinyoma n'urugomo: igirana amasezerano na Ashuru, ikagemura amavuta mu Misiri.

### Uhoraho aburanya Yakobo na Efurayimu

3Uhoraho afitanye urubanza na Israheli, agiye guhanira Yakobo imyifatire ye, kandi amwiture ibihwanye n'ibikorwa bye.

4Yaryamiye umuvandimwe we bakiri mu nda ya nyina, amaze no gukura akiranya Imana.

5Yakiranye n'Umumalayika maze aramutsinda, ararira kandi aramwinginga. I Beteli ni ho yahuriye n'Imana, ari na ho yavuganiye na yo:

6«Uhoraho, Umugaba w'ingabo», ni ryo zina ryayo!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7Naho wowe, Yakobo, garukira Imana yawe, ukomere ku budahemuka n'ubutungane, kandi ujye uhora wiringiye Imana yawe.

8Abakanahani bafite iminzani y'ubuhendanyi mu ntoki, kuko bashimishwa n'ubwambuzi.

9Naho Efurayimu yo iravuga iti «Narikungahaje, mfite umutungo uhagije», nyamara kandi muri ibyo byose yungutse, nta na kimwe izasigarana, kuko yahemutse igakora ibibi.

### Imigambi y'ukwiyunga

10Nyamara ndi Uhoraho Imana yawe, kuva nkuvanye mu gihugu cya Misiri. Nzagutuza bundi bushya mu mahema nko ku minsi y'Ikoraniro.

11Nzavugana n'abahanuzi, ngwize amabonekerwa, kandi mbabwirire mu migani, nifashishije abahanuzi.

### Irindi burirwa

12Niba Gilihadi yarahemutse, bo ubwabo bahindutse indyarya bikabije! I Giligali ntibahwema gutura ibimasa ho ibitambo, ni yo mpamvu intambiro zabo zizamera nk'udushyinga tw'amabuye, arundarunze ku mayogi mu mirima.

13Yakobo ahungiye mu bibaya bya Aramu, nuko Israheli ahakirwa umugore, kugira ngo amubone aba umushumba w'amatungo.

14Ariko Uhoraho, yifashishije umuhanuzi, yavanye Israheli mu Misiri, kandi Israheli iragirwa n'umuhanuzi.

15Efurayimu yarakaje Uhoraho bikomeye: Umutegetsi wayo azayiryoza amaraso yamennye, ayigarureho n'imivumo yavumanye.

## Hozeya 13

### Israheli ihanirwa ko yayobotse ibigirwamana

1Igihe Efurayimu yabaga ivuze, yakwizaga iterabwoba hose; kuko yari ikomeye muri Israheli. Ariko kubera ko yayobotse Behali, yaracumuye ikurizaho gupfa.

2Na n'ubu baracyakomeza gucumura: bikoreye ibishushanyo mu cyuma gishongeshejwe, feza yabo bayikoramo ibigirwamana bihimbiye, kandi ibyo byose ari ibikorwa by'umunyabukorikori! Nuko bakavuga bati «Nimubiture ibitambo», naho abantu bakunamira ibimasa!

3Ni cyo gituma bazamera nk'igihu cya mu gitondo, cyangwa nk'ikime cyo mu rukerera kiyoyoka ako kanya, bakazamera nk'umurama utwawe n'umuyaga, cyangwa se umwotsi uhemema mu idirishya.

### Israheli ihanirwa ubuhemu bwayo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Nyamara jye, ndi Uhoraho Imana yawe, kuva nkuvanye mu gihugu cya Misiri. Nta yindi Mana wamenye itari jye, nta wundi Mukiza uriho uretse jye.

5Jyewe nakumenye igihe wari ukiri mu butayu, mu gihugu cy'amapfa.

6Narabaragiye barahaga, bamaze kurengwa bishyira ejuru, bakurizaho kunyibagirwa!

7Ni yo mpamvu nabamereye nk'intare, mbategera ku nzira nk'urusamagwe.

8Nabateye nk'ikirura bacuje ibyana byacyo, mbamenagura agatuza; nabaconshomeye nk'intare y'ingore, n'inyamaswa z'ishyamba zirabatanyagura.

### Iherezo ry'ubwami

9Israheli, ngaha urarimbutse, kandi ni jyewe washoboraga kugutabara.

10Umwami wawe se ari hehe ngo aze agukize? Abacamanza bawe bari mu migi yose, bo bagiye hehe? Nyamara ni bo wifuzaga, ubwo wavuze uti «Nimunshyirireho umwami n'abatware!»

11Umwami rero, mu burakari bwanjye ndamuguhaye, none ndanamukunyaze, kubera umujinya ngufitiye.

### Igihano kidasubirwaho

12Amakosa ya Efurayimu yashyizwe hamwe, icyaha cye cyashyizwe mu bubiko.

13Yagwiririwe n'imibabaro nk'umugore uramutswe: ariko ni umwana w'ikigoryi; igihe cye cyo kuvuka cyageze, ariko we ntabishaka !

14Nanjye se, murabona ndi uwabakura ikuzimu, nkabavana mu nzara z'Urupfu? Ni ko se Rupfu, ibyago watezaga biri hehe? Kuzimu se wowe, icyorezo cyawe kiri ahagana he? Nta kundi rero, amaso yanjye ntakigize impuhwe.

15Naho Efurayimu yakororoka mu bavandimwe be, umuyaga uzaza uturutse mu burasirazuba, umuyaga w'Uhoraho uzazamuke mu butayu, maze isoko ye izazibe n'iriba rye rikame. Ni wo uzazana abasahura ububiko bwe, batware ibintu byose by'agaciro gakomeye.

## Hozeya 14

1Samariya igomba guhanwa kuko yigometse ku Mana yayo. Bazarimburwa n'inkota, abana babo b'ibitambambuga bazicwe, abagore babo batwite babakuremo inda.

## ISRAHELI YISUBIRAHO IKAGIRIRWAIMBABAZI

### Israheli izagarukira Uhoraho

2Israheli, garukira Uhoraho Imana yawe, kuko wayobejwe n'ibicumuro byawe.

3Garukira Uhoraho, umubwire uti «Duhanagureho ibicumuro byose maze wakire

ikiri cyiza. Aho kugutura ibimasa ho ibitambo, tuzakwegurira amagambo avuye mu kanwa kacu.

4Ashuru ntizongera kudukiza ukundi, ntituzongera kugendera ku mafarasi, cyangwa ngo tubwire igikorwa cy'ibiganza byacu tuti 'Uri Imana yacu!' kuko ari wowe impfubyi zikesha kugirirwa impuhwe!»

5— Nzabakiza ubugambanyi bwabo, mbakunde mbikuye ku mutima, kandi sinzongera kubarakarira ukundi.

6Israheli nzayimerera nk'ikime, irabye indabyo nk'iza lisi, kandi ishore imizi nk'ibiti byo muri Libani.

7Imicwira yayo izasagamba, ubwiza bwayo bumere nk'ubw'umuzeti, n'impumuro yayo imere nk'iya Libani.

8Bazagaruka bature mu gicucu cyanjye, bongere bashibuke nk'ingano, barabye indabyo nk'umuzabibu, kandi ube ikirangirire nka divayi yo muri Libani.

9Efurayimu izavuga iti «Ndacyahuriye he n'ibigirwamana!» Ni koko ndayumva kandi nkayitaho, meze nk'umuzonobari utohagiye, ni jyewe ukesha umusaruro.

10Ni nde muhanga ngo yumve ibyo bintu, cyangwa se umunyabwenge ngo abimenye? Inzira z'Uhoraho ziraboneye, zikagenderwamo n'intungane, naho abahemu bakaziteshuka.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Yoweli 1

1Dore ijambo Uhoraho yabwiye Yoweli, mwene Petuweli.

### IGITERO CY'INZIGE
### ICYUNAMO N'UGUTAKAMBA
#### Amaganya atewe n'irimbuka ry'igihugu

2Nimwumve ibi ngibi, mwe bakuru b'umuryango, mutege amatwi, mwebwe mwese abatuye igihugu! Ibintu nk'ibi hari ibyigeze bibaho, ari mu gihe cyanyu, cyangwa se mu gihe cy'abasokuruza banyu?

3Nimubitekerereze abana banyu, abana banyu babitekerereze ababo, na bo bazabitekerereze ab'igisekuru kizaza!

4Ibyo insanane zasize, byariwe n'inzige; ibyo inzige zisize, biribwa n'indahaga; ibyo indahaga zishigaje, na byo biribwa n'ibihore.

5Nimukanguke, mwa basinzi mwe, nimurire kandi muboroge, mwebwe mwese abanywi ba divayi, kubera divayi nshyashya mutacyongeye gukoza mu kanwa!

6Dore ingabo ziteye igihugu cyanjye, ni imbaga y'indatsimburwa kandi itabarika; amenyo yazo ni nk'ay'intare, zifite n'inzasaya nk'iz'intare y'ingore.

7Umuzabibu wanjye ziwuhinduye ubutayu, imitini yanjye zirayivunagura; zirayikokora ziyiragarika hasi, amashami yayo asigara ari imyeru!

8Ganya , nk'inkumi yapfushije umusore wayisabye, ikamuririra yambaye ikigunira.

9Amaturo n'ibitambo byaciwe mu Ngoro y'Uhoraho, abaherezabitambo bashinzwe umurimo w'Uhoraho bari mu cyunamo.

10Imirima yayogojwe, ubutaka buri mu cyunamo, ingano zononekaye, divayi yabuze n'amavuta mashyashya yakamye.

11Bahinzi, nimwumirwe; bene imizabibu, muboroge; muririre ingano nini n'iza bushoki: kuko umusaruro wo mu mirima wangiritse.

12Umuzabibu warabiranye, umutini urumirana, imikomamanga, imikindo, amapera, mbese ibiti byose byo mu mirima, byumiranye. Bityo rero, nta munezero ukirangwa mu bantu.

#### Bose barahamagarirwa gusiba kurya no gutakambira Uhoraho

13Nimukenyere maze muganye, mwe baherezabitambo! Namwe abashinzwe imirimo yo ku rutambiro, nimuboroge! Nimurare ijoro mwambaye ibigunira , mwe abashinzwe imirimo y'Imana yanjye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[14]Nimwitagatifurishe gusiba kurya, mutangaze iteraniro ritagatifu, mukoranyirize abakuru b'umuryango n'abatuye igihugu bose mu Ngoro y'Uhoraho, Imana yanyu, maze mutakambire Uhoraho.

### Umunsi w'Uhoraho uregereje

[15]Yuu! Mbega umunsi! Umunsi w'Uhoraho uregereje ! Dore nguyu, uje ari kirimbuzi, uturutse kuri Nyir'ububasha.

[16]None se ntitwabyiboneraga n'amaso yacu ko ibiribwa bivanyweho, ibyishimo n'umunezero bikabura mu Ngoro y'Uhoraho?

[17]Imbuto zumiye ku mayogi, imitiba nta kikiyihunitsemo; ibigega byarasenyutse kuko ingano zabuze.

[18]Nimwiyumvire namwe ukuntu amatungo aboroga! Amashyo y'inka arangara kuko atakigira urwuri; ndetse n'amatungo magufi yacitse intege.

[19]Uhoraho, ni wowe ntakambira, kuko umuriro wayogoje inzuri zo mu mayaga, ikirimi cy'umuriro gitwika ibiti byose byo mu murima.

[20]Dore, ndetse n'inyamaswa z'ishyamba ziguhanze amaso, kuko imigezi yakamye n'umuriro ukayogoza mu mayaga.

## Yoweli 2

### Igitero cy'inzige kibanziriza Umunsi w'Uhoraho

[1]Nimuvugirize ihembe i Siyoni, muvugirize induru ku musozi mutagatifu! Abatuye igihugu bose nibakangarane, kuko Uhoraho aje, nguyu umunsi we uregereje!

[2]Ni umunsi w'umwijima n'icuraburindi, umunsi w'ibicu n'ibihu bibuditse! Dore, ya mbaga y'indatsimburwa kandi itabarika yadutse, uboshye umuseke umurikiye ku mpinga z'imisozi. Ni inyoko itigeze iboneka na rimwe, nta n'iyindi izaboneka nka yo, kugeza kera cyane, mu bisekuruza bizaza.

[3]Mbega igitero! Kibanjirijwe n'umuriro ugurumana, kigakurikirwa n'ikibatsi cy'umuriro utwika. Kitaraza, igihugu cyasaga n'ubusitani bwa Edeni, kimaze kuhanyura, hasigara ari ubutayu bwiyanitse. Ni iki cyashoboraga kugihonoka?

[4]Iyo nyoko imeze nk'amafarasi, iragenda isiganwa, uboshye abanyamafarasi.

[5]Urwamu rwayo ni nk'urw'amagare y'intambara asimbuka mu mpinga z'imisozi, cyangwa umuriri w'ibikenyeri bigurumana. Mbega ingabo z'intwari, ngo zirakera urugamba!

[6]Amahanga yakangaranye imbere yayo, abantu bose basuherewe.

[7]Inzige zirihuta nk'ingabo z'intwari, ziratondagira inkike nk'abamenyereye intambara, zose ziboneje inzira, nta na rumwe ruyiteshukaho.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8 Nta na rumwe rubyigana n'urundi, zose ziragenda ziromboreje imbere. No mu isibaniro ry'imyambi zo ziratwaza, kandi ntizigera zitatana.

9 Zirambukiranya umugi ziruka ku nkike; zirurira amazu, zigasesera mu madirishya nk'abajura.

10 Isi irahinda umushyitsi, ijuru rigahungabana imbere yazo! Izuba n'ukwezi bikijima, inyenyeri ntizongere kumurika!

11 Uhoraho ararangururira ijwi imbere y'ingabo ze! Ingabo ze ntizigira ingano, ni zo ntwari zirangiza icyo ategetse. Koko rero, Umunsi w'Uhoraho urakomeye cyane, kandi uteye ubwoba! Ni nde wawuhangara?

### Igihe cyo kugarukira Uhoraho

12 Na n'ubu kandi, uwo ni Uhoraho ubivuze, nimungarukire n'umutima wanyu wose, mwigomwe mu byo kurya, murire kandi muganye.

13 Nimushishimure imitima yanyu, aho gushishimura ibyo mwambaye, maze mugarukire Uhoraho, Imana yanyu, kuko agwa neza akanagira impuhwe; atinda kurakara akaba n'indahemuka, kandi ntakunda guteza ibyago.

14 Hari uwabimenya se? Ahari wenda ntiyazisubiraho! Ahari wenda icyago ntiyazagisimbuza umugisha, akongera gushimishwa n'amaturo n'ibitambo mwatura Uhoraho, Imana yanyu!

15 Nimuvugirize ihembe i Siyoni, mutangaze hose igisibo gitagatifu, kandi mutumize bose mu iteraniro.

16 Nimukoranye rubanda, muhamagaze ikoraniro ryose. Nimukoranye abasaza, n'abato, ndetse n'abakiri ku ibere. Umukwe nasohoke mu nzu ye, umugeni na we ave mu cyumba cye.

17 Abaherezabitambo, ari bo bashinzwe imirimo y'Uhoraho, nibaririre hagati y'umuryango w'Ingoro n'urutambiro; nibatakambe bagira bati «Uhoraho, babarira imbaga yawe; wikoza isoni umurage wawe, ngo amahanga awuhindure urw'amenyo. Ni iki cyatuma mu mahanga bavuga ngo: Mbese Imana yabo iba he?»

## UHORAHO ASUBIZA UMURYANGO WE

18 Ni bwo Uhoraho agiriye ishyaka igihugu cye, maze ababarira umuryango we.

19 Nuko Uhoraho asubiza umuryango we, ati «Noneho ngiye kuboherereza ingano na divayi, hamwe n'amavuta mashyashya, muzabihage; kandi sinzongera kubakoza isoni bibaho mu maso y'amahanga.

20 Uje aturutse mu majyaruguru, nzamunyuza kure yanyu ; nzamuhinda mwerekeza mu gihugu cyumaganye kandi kitera. Ingabo ze z'imbere nzaziganisha mu nyanja y'iburasirazuba, iz'inyuma nziganishe mu nyanja y'iburengerazuba, maze umunuko

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

uzatongore kubera ububore bwazo, kuko Uhoraho azaba yakoze ibintu bikomeye!»

21Witinya, wa si we, ishime kandi unezerwe, kuko Uhoraho agiye gukora ibintu bikomeye!

22Namwe, nyamaswa zo mu gasozi, mwitinya; inzuri zo mu mayaga zongeye kumera ubwatsi, ibiti byeze imbuto zabyo, umutini n'umuzabibu byarumbutse.

23Bantu b'i Siyoni, nimunezerwe, mwishimire muri Uhoraho, Imana yanyu, kuko abahaye imvura y'umuhindo ibakwiye, akaba abagushirije imvura y'itumba n'iy'umuhindo nka kera.

24Imbuga zizuzuraho ingano, urwengero rusagukwe na divayi n'amavuta mashyashya.

25«Nzabariha ibyariwe n'insanane muri ya myaka yose, bikaribwa n'inzige, n'indahaga, n'ibihore, ari byo cya gitero cyanjye nabateje.

26Muzarya mwijute, muzasingize izina ry'Uhoraho, Imana yanyu, yabakoreye ibintu by'agatangaza. Umuryango wanjye ntuzongera gukorwa n'isoni bibaho!

27Ubwo muzamenya ko ndi rwagati muri Israheli, nkaba ndi Uhoraho, Imana yanyu, kandi ko nta yindi ibaho! Umuryango wanjye ntuzongera gukorwa n'isoni bibaho.»

## Yoweli 3

### IBIHE BISHYA N'UMUNSI W'UHORAHO

#### UHORAHO AZASENDEREZA UMWUKA WE KU BAMWUBAHABOSE

1«Nyuma y'ibyo nzasendereza Umwuka wanjye ku cyitwa ikiremwa cyose. Abahungu banyu n'abakobwa banyu bazahanure, abasaza banyu bazabonere mu nzozi, urubyiruko rwanyu ruzabonekerwe.

2Koko muri iyo minsi, abagaragu n'abaja nzabasenderezamo Umwuka wanjye.

3Nzakora ibitangaje mu kirere no hasi ku isi, hazaboneke amaraso, umuriro n'inkingi y'umwotsi.

4Izuba rizijima, ukwezi guhinduke amaraso, mbere y'uko haza Umunsi w'Uhoraho, umunsi ukomeye kandi uteye ubwoba!

5Ubwo abaziyambaza izina ry'Uhoraho bose, bazakizwa. Ni koko kandi, ku musozi wa Siyoni, hazaboneka abacitse ku icumu, nk'uko Uhoraho yabivuze, kandi i Yeruzalemu hazaboneke abarokotse, mbese abo bose Uhoraho azabahamagare.

## Yoweli 4

### IMANA ICIRA URUBANZA AMAHANGA

1Koko rero, muri iyo minsi no muri icyo gihe, ubwo nzaba nagaruye Yuda na

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Yeruzalemu,

2nzakorakoranya amahanga yose, nyamanurire mu kibaya cyitwa «Uhoraho mucamanza». Aho ni ho nzayacira urubanza kubera Israheli, umuryango wanjye n'umurage wanjye, kuko bawutatanyirije mu bihugu by'amahanga, bakigabanya igihugu cyanjye.

3Umuryango wanjye bawukoreyeho ubufindo, abahungu bawo babagurana indaya, bagacuruza abakobwa bawo, ngo babone divayi yo kunywa!

### Ibyo Tiri, Sidoni n'Ubufilisiti bishinjwa

4Mwebwe se, Tiri na Sidoni, n'intara zose z'Ubufilisiti, icyo munshakaho ni iki? Murashaka se kunyihimura? Nyamara niba mushaka kunyihimura, ubwo bwihimure nzabubagaruraho vuba na bwangu, bube ari mwe bugaruka!

5Kubera ko mwatwaye feza yanjye na zahabu yanjye, mugashyira mu ngoro zanyu ibyanjye by'agaciro,

6kubera ko mwagurishije abaturage ba Yeruzalemu, mukabagura n'Abagereki, bakajya kure y'igihugu cyabo,

7ubu jyewe ngiye kubagarura mbavanye aho mwabagurishije, maze mwebwe mbaryoze ibikorwa bibi byanyu!

8Nzagurisha abahungu n'abakobwa banyu begukanwe n'abaturage ba Yuda, na bo bazabagure n'Abanyesaba, mu mahanga ya kure.» Uwo ni Uhoraho ubivuze.

### Urugamba rwa nyuma n'urubanza by'imperuka

9Nimutangaze ibi ngibi mu mahanga, mugira muti «Nimwitegure intambara! Mukoranye ab'intwari! Nibigire hafi abamenyereye intambara bose, maze bazamuke!

10Amasuka yanyu nimuyacuremo inkota, imihoro yanyu muyicuremo amacumu, umunyantege nke nagire ati 'Ndi intwari!'

11Nimubanguke mwebwe mwese, mahanga adukikije, maze mukoranire hariya!» Uhoraho, ohereza intwari zawe zimanuke!

12Amahanga nahaguruke, azamuke, agane ku kibaya cyitwa 'Uhoraho mucamanza', kuko ari ho ngiye kwicara, ngacira urubanza amahanga yose abakikije.

13Nimucyamure umuhoro kuko isarura rigeze; nimuze mwenge, dore urwengero ruruzuye, n'imivure irasendereye, kuko ubugome bwabo bukabije!

14Ngizo inteko z'imbaga nyamwinshi mu kibaya cy'imanza, kuko Umunsi w'Uhoraho wegereje, ukazahigaragariza.

15Izuba n'ukwezi bizijima, n'inyenyeri ntizizongera kumurika.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16Uhoraho yivugiye i Siyoni, ijwi rye ryumvikanira i Yeruzalemu; nuko ijuru n'isi birakangarana! Naho umuryango we Uhoraho azawubera ubuhungiro, abe n'ubwihisho ku Bayisraheli.

17Bityo muzamenya ko ndi Uhoraho, Imana yanyu, nkaba ntuye i Siyoni ku musozi wanjye mutagatifu. Yeruzalemu izaba ahantu hatagatifu, abanyamahanga ntibazongera kuhanyura ukundi!

## ISRAHELI IZONGERA KUBAHO MUMUDENDEZO

18Uwo munsi , imisozi izarengwa divayi nshyashya, imisozi itembeho amata, amazi atembe mu migezi yose ya Yuda. Isoko izavubuka mu Ngoro y'Uhoraho, ivomerere ikibaya cy'Iminyinya.

19Misiri yo izaba ikidaturwa, na Edomu ihinduke ubutayu, bazize ubugome bagiriye abahungu ba Yuda, kuko bameneye amaraso y'indacumura mu gihugu cyazo.

20Naho Yuda na Yeruzalemu bizaturwa ubuziraherezo, uko ibihe bigenda bisimburana.

21Ni koko: nzahora amaraso yabo yamenwe, nta we uzasigara adahorewe, maze jyewe, Uhoraho, nzature muri Siyoni.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Amosi 1

1Amagambo ya Amosi, wari umwe mu borozi b'i Tekowa, yerekeye ibyo yabonye
bireba Israheli, mu gihe cya Oziya, umwami wa Yuda, na Yerobowamu, mwene
Yowasi, umwami wa Israheli, igihe umutingito w'isi wari ushigaje imyaka ibiri ngo
ube.

2Yaravuze ati «Uhoraho yivugiye kuri Siyoni, arangururira ijwi rye i Yeruzalemu;
inzuri z'abashumba ziri mu kababaro , n'ibitwa bya Karumeli birumirana.»

### URUBANZA RUZACIRWA IBIHUGU BIKIKIJEISRAHELI, NA YO UBWAYO

#### Aramu n'umurwa wayo, Damasi

3Uhoraho avuze atya: Kabiri gatatu Damasi icumura ! Niyemeje kuyihana kandi
sinzivuguruza ! Kubera ko bakubitishije Gilihadi ibibando by'ibyuma,

4nzatwika inzu ya Hazayeli maze ingoro za Beni-Hadadi zitsembwe n'umuriro ;

5nzamenagura ibyuma bifunze inzugi za Damasi, nturumbure igikomangoma kiri i
Bikati-Aveni, ntsembe n'ufite inkoni ya cyami i Betedeni, maze abantu b'Aramu
bajyanwe bunyago i Kiri. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

#### Abafilisiti n'umurwa wabo, Gaza

6Uhoraho avuze atya: Kabiri gatatu Gaza icumura ! Niyemeje kuyihana kandi
sinzivuguruza ! Kubera ko bajyanye bunyago imbaga y'abantu bakabagabiza Edomu,

7nzatwika inkike za Gaza, maze ingoro zayo zitsembwe n'umuriro ;

8nzavanaho igikomangoma cy'Ashidodi, n'uwitwaje inkoni ya cyami wo muri
Ashikeloni, nzahindukira ntere Ekironi, maze Abafilisiti bazaba basigaye barimbuke.
Uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze.

#### Fenisiya n'umurwa wayo, Tiri

9Uhoraho avuze atya: Kabiri gatatu Tiri icumura ! Niyemeje kuyihana kandi
sinzivuguruza ! Kubera ko bagabije Edomu imbaga y'abo bari baratwayeho iminyago,
bakibagirwa amasezerano ya kivandimwe bari baragiranye na bo,

10nzatwika inkike za Tiri, maze ingoro zayo zitsembwe n'umuriro.

#### Edomu n'umurwa wayo, Bosira

11Uhoraho avuze atya: Kabiri gatatu Edomu icumura ! Niyemeje kuyihana kandi
sinzivuguruza ! Kubera ko yatoteje umuvandimwe we ashaka kumwicisha inkota
kandi akamwima imbabazi, kuko uburakari bwe butigeze bugabanuka kandi
akagumana inzika igihe cyose,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[12]nzatwika Temani, maze ingoro za Bosira zitsembwe n'umuriro.

### Amoni n'umurwa wayo, Raba

[13]Uhoraho avuze atya: Kabiri gatatu Abahamoni bacumura ! Niyemeje kubahana kandi sinzivuguruza ! Kubera ko bafomoje abagore batwite b'i Gilihadi kugira ngo bagure imipaka y'igihugu cyabo,

[14]nzatwika inkike za Raba, maze umuriro utsembe ingoro zayo, habe urusaku rw'intambara rumeze nk'urw'umunsi w'imirwano, ruvanze n'inkubi y'umuyaga;

[15]umwami wabo azajyanwa bunyago, kimwe n'abategeka b'ingabo ze. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

## Amosi 2

### Mowabu n'umurwa wayo, Keriyoti

[1]Uhoraho avuze atya: Kabiri gatatu Mowabu icumura! Niyemeje kuyihana kandi sinzivuguruza! Kubera ko yatwitse amagufa y'umwami wa Edomu, ikayahindura ivu,

[2]nzatwika Mowabu, maze umuriro utsembe ingoro za Keriyoti, Mowabu izarimbuka habaye urusaku ruvanze n'induru n'impanda;

[3]nzavana umwami wayo rwagati muri yo, maze mwicane n'abafasha be. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

### Yuda n'umurwa wayo, Yeruzalemu

[4]Uhoraho avuze atya: Kabiri gatatu Yuda icumura! Niyemeje kuyihana kandi sinzivuguruza! Kubera ko basuzuguye inyigisho z'Uhoraho, ntibakurikize amategeko ye, kubera ko ibinyoma byabo byari byarabaroshye, ibyo binyoma ari na byo abasekuruza babo bakurikizaga;

[5]nzatwika Yuda, maze ntsembe ingoro z'i Yeruzalemu.

### Israheli n'umurwa wayo, Samariya

[6]Uhoraho avuze atya: Kabiri gatatu Israheli icumura! Niyemeje kuyihana kandi sinzivuguruza! Kubera ko bagurana intungane amafeza, umukene bakamugurana umuguru w'inkweto,

[7]kubera ko bakandamiza rubanda rugufi bakayobya abakene inzira, kubera ko umuhungu na se bahurira ku ihabara imwe ngo basebye izina ryanjye ritagatifu,

[8]kubera ko imyambaro batwaye ho ingwate bayicuje urutambiro, no kubera divayi batwaye ho ingwate bakayinywera mu nzu y'Imana yabo...

[9]Nyamara jyewe nari nabasenyaguriye Abahemori, bareshya n'ibiti by'amasederi bagakomera nk'ibiti by'imishishi! Nari natsotsobye imbuto zabo mpereye hejuru, ndandura n'imizi yabo mpereye hasi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Naho mwebwe nabazamuye mu Misiri, mbayobora imyaka mirongo ine mu butayu kugira ngo mwigarurire igihugu cy'Abahemori.

11Natoye abahanuzi mu bana banyu, mu basore banyu ntoramo abanyiyegurira, si ko byagenze se, bana ba Israheli? Uwo ni Uhoraho ubivuze.

12Nyamara mwebwe mwanywesheje divayi abanyiyeguriye, abahanuzi mubaha iri tegeko ngo «Ntimugahanure».

13... kubera ibyo byose ngiye kubanyukanyukira aho muri, nk'uko imashini bahurisha imyaka inyukanyuka imiba y'umusaruro;

14umuntu w'ibakwe ntazashobora guhunga, umunyamaboko azabure ingufu ze, n'uw'intwari ntazacika ku icumu,

15umuhanga w'umuheto ntazaba agishoboye kurinda, uw'impayamaguru ntazashobora guhunga, n'ugendera ku ifarasi ntazarokora ubugingo bwe,

16n'umuntu warahiriwe ubutwari azahunga yambaye ubusa uwo munsi ! Uwo ni Uhoraho ubivuze.

## Amosi 3

### ISRAHELI IBURIRWA KUBERA UBUHEMUBWAYO

#### Ubutore bwa Israheli n'igihano izahanishwa

1Nimwumve ijambo Uhoraho ababwiye, bana ba Israheli, mwe n'umuryango wose navanye mu gihugu cya Misiri.

2Ni mwebwe mwenyine namenye mu miryango yose yo ku isi; ni yo mpamvu nzabibaryoza mbaziza ibicumuro byanyu byose.

#### Gutorerwa ubuhanuzi nta we ubyiyaka

3Mwabonye abantu babiri bafatanya urugendo batabanje kubisezerana?

4Mbese hari ubwo intare itontoma mu ishyamba itabonye icyo ihiga? Icyana cy'intare se cyomonganya ijwi mu ndiri yacyo nta cyo cyafashe?

5Mbese inyoni igwa mu mutego nta cyo bayishukishije? Umutego se washibuka ari nta cyo ufashe?

6Ihembe se ryo, ryavugira mu mugi, abantu ntibaryamire amajanja? Hari ubwo se ibyago byatera mu mugi, atari Uhoraho ubiteye?

7Nyagasani Uhoraho rero nta cyo akora adahishuriye ibanga rye abagaragu be, abahanuzi.

8Intare itontomye, ni nde utatinya? Nyagasani Uhoraho avuze, ni nde utahanura ?

#### Samariya izarimbuka

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[9]Nimubyamamaze mu ngoro zo muri Ashuru, no mu ngoro zo mu gihugu cya Misiri,
muvuge muti «Nimuteranire ku misozi ya Samariya, mwitegereze imvururu zihari
n'ubutsikamirwe buhiganje.

[10]Ntibazi gukora ibitunganye, bashimishwa n'urugomo no gusahura.» Uwo ni
Uhoraho ubivuze.

[11]Ni yo mpamvu, Nyagasani Uhoraho avuze atya: Umwanzi azagota igihugu, ayogoze
imbaraga zawe, n'ingoro zawe azisahure.

[12]Uhoraho avuze atya: Nk'uko umushumba ashikanuza amaguru abiri cyangwa igice
cy'ugutwi mu rwasaya rw'intare, ni ko Abayisraheli bazarokorwa, bo batengamaye i
Samariya mu ntebe nziza no mu mariri anepa.

[13]Nimwumve kandi mushinje inzu ya Yakobo: — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze,
Imana Umugaba w'ingabo —

[14]umunsi nzaziza Israheli ibicumuro byayo, nzasenya urutambiro rw'i Beteli, inguni
zarwo zizasenywa maze zigwe hasi.

[15]Nzasenya inzu zoroheje n'izikomeye ; inzu ziharaze amahembe y'inzovu
nzitsembe, n'ibizu bya rutura bizariduke. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

## Amosi 4

### Ibyerekeye abagore bo muri Samariya

[1]Nimwumve iri jambo, mwa nka mwe z'i Bashani, murisha ku musozi wa Samariya,
mugatsikamira abakene, mukaryamira abatindi, mukabwira abagabo banyu muti
«Nimuzane icyo kunywa».

[2]Nyagasani Uhoraho abirahije ubutagatifu bwe, ati «Dore iminsi iregereje aho
bazabakuruza inkonzo, n'abaja banyu bakabakwegesha uruhabuzo;

[3]muzasohokera mu byuho, buri mugore ace ukwe, maze mujugunywe ahagana i
Herimoni.» Uwo ni Uhoraho ubivuze.

### Ibyerekeye umwete mu by'imihango

[4]Nimujye i Beteli maze mucumure! Mujye i Giligali mwungikanye ibicumuro! Muhere
mu gitondo mutura ibitambo, ku munsi wa gatatu mujyane amaturo yanyu.

[5]Nimutwikishe umusemburo ho igitambo cy'ishimwe, mwamamaze amaturo yanyu
mwishakiye, muyarate kuko ari byo mukunda , bana ba Israheli! Uwo ni Nyagasani
Uhoraho ubivuze.

### Ubunangizi bw'umutima

[6]Ni jye watumye mu migi yanyu yose nta cyo kurya kihaboneka, inzara igatera aho
muri hose, nyamara ariko ntimwangarukira! Uwo ni Uhoraho ubivuze.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7Ni jye wari warabimye imvura hasigaye amezi atatu ngo musarure, nkagusha
imvura mu mugi uyu n'uyu, nkayima uriya, umurima umwe wagwagamo imvura,
utayibonye ukuma;

8abantu bo mu migi ibiri cyangwa itatu bajyaga kunywa amazi mu mugi uyafite,
inyota yabo ntishire, ariko ntimwangarukira! Uwo ni Uhoraho ubivuze.

9Nateje nkongwa n'inanda mu myaka yanyu; ubukungu bw'ubusitani bwanyu,
imizabibu yanyu, imitini yanyu n'ibiti byanyu bivamo amavuta byonwa n'inzige,
ariko ntimwangarukira! Uwo ni Uhoraho ubivuze.

10Nabateje icyorezo nka kimwe cyo mu Misiri, nicisha inkota abasore banyu, njyana
amafarasi yanyu ho iminyago, ntuma umunuko w'intumbi zo mu ngando zanyu
ubazamukira mu mazuru, ariko ntimwangarukira! Uwo ni Uhoraho ubivuze.

11Nabazambije nk'uko nazambije Sodoma na Gomora, maze mumera nk'igiti
cyafashwe cyaruwe mu nkongi y'umuriro, ariko ntimwangarukira! Uwo ni Uhoraho
ubivuze.

12Ni yo mpamvu rero nzakugenzereza ntyo, Israheli, Ubwo nzakugenzereza ntyo
rero, Israheli, itegure kubonana n'Imana yawe!

13Nguwo Uwabumbabumbye imisozi, akarema umuyaga, agahishurira umuntu
imigambi ye, we ugenga umwijima n'umucyo, agatambagira ibitwa byo ku isi. Izina
rye ni Uhoraho, Imana umugaba w'ingabo.

## Amosi 5

### Ukuririra Israheli

1Nimwumve iri jambo, iyi ndirimbo y'amaganya ibumvishe, nzu ya Israheli !

2Ngaha araguye umwari wa Siyoni, ntazongera kweguka ukundi, arambaraye hasi
adafite umwegura.

3Nyagasani Uhoraho avuze atya: Umugi wajyaga ujyana abantu igihumbi ku rugamba
uzasigarana ijana gusa ; naho umugi wajyaga ujyana ijana, uzasigarana icumi gusa.

### Nimudahinduka, nta gakiza muteze

4Uhoraho abwiye inzu ya Israheli atya: Nimunshakashake, muzaronka ubugingo,

5ariko ntimunshakashakire i Beteli, ntimwinjire i Giligali, ntimuce i Berisheba , kuko
Giligali yose izatwarwa ho umunyago, Beteli igahinduka inzu y'impfabusa.

6Nimushakashake Uhoraho, muzaronka ubugingo. Naho ubundi, azagwa gitumo inzu
ya Yozefu nk'inkongi y'umuriro, ayihindure umuyonga, kandi i Beteli nta muntu wo
kuyizimya uzahaboneka.

7Bariyimbire abahumanyije ubutabera, birengagiza gukiranura abandi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8 Uwaremye urujeje rw'inyenyeri z'ibihangange n'izitwa Oriyoni, we uhindura umwijima mo igitondo gitangaje, agahindura umunsi mo ijoro ryijimye, agahamagara amazi yo mu nyanja ngo ayasandaze ku isi; izina rye ni Uhoraho!

9 Ni we utuma abanyamaboko bamburwa, agatuma n'umugi usahurwa.

10 Banga uwibutsa ubutabera mu rukiko, uvuga ukuri bakamwanga urunuka.

11 Ubwo rero muryamira umutindi mukamutwara umugabane we w'ingano, ayo mazu mwubakishije amabuye abaje, ntimuzayabamo; iyo mizabibu myiza mwateye ntimuzanywa divayi yayo.

12 Kuko nzi umubare utabarika w'ibicumuro byanyu, n'ububi bw'ibyaha byanyu, mwe murenganya intungane, mukakira indishyi z'amahugu, mugatera ijanja abakene babatakambiye mu rukiko.

13 Ni yo mpamvu umuntu uzi ubwenge yakwicecekera mu gihe nk'iki, kuko ari igihe cy'amakuba.

14 Nimushake ikiri icyiza, ikibi mukireke, kugira ngo mushobore kubaho, maze Uhoraho, Umugaba w'ingabo, azabane namwe, uko mubivuga.

15 Nimwange ikibi, mukunde icyiza, nimusubize ubucamanza umwanya wabwo mu rukiko, wenda ahari Uhoraho, Umugaba w'ingabo, yazababarira agasigisigi ko mu muryango wa Yozefu.

16 Uhoraho, Imana Umugaba w'ingabo, Nyagasani avuze atya: Ku karubanda hose bazarira, mu mayira yose bavuge bati «Mbega ishyano! Mbega ishyano!» Bazatumira umuhinzi ngo yirabure, n'abamenyereye imiborogo ngo barire.

17 Mu mizabibu yose hazaba icyunamo igihe nzanyura muri mwe rwagati. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

### Umunsi w'Uhoraho

18 Bariyimbire abarambirije ku munsi Uhoraho azaziraho! Bimaze iki? Umunsi w'Uhoraho uzaba umeze ute ku bwanyu? Uzaba ari umunsi w'umwijima, si uw'urumuri.

19 Ni nk'umuntu uhunze intare, hanyuma agahura n'indi nyamaswa y'inkazi, yagera iwe akishingikiriza ku rukuta, nuko inzoka ikamurya!

20 Si byo se, umunsi w'Uhoraho ntuzaba ari umwijima aho kuba umucyo, umwijima w'icuraburindi uzira icyezezi?

### Uhoraho ahakanye ingirwabitambo bya Israheli

21 Nanga urunuka kandi nkagaya ingendo mukora muje kundamya, sinshobora gushimishwa n'amakoraniro yanyu,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22igihe muntura ibitambo bitwikwa, no mu maturo yanyu nta na rimwe rinshimisha; sinduha ndeba n'ibitambo byanyu by'ibimasa.

23Igiza kure urusaku rw'indirimbo zawe, n'umurya w'inanga zanyu sinshobora kuwumva.

24Ahubwo uburenganzira nibudendeze nk'amazi, n'ubutabera butembe nk'umugezi udakama!

25Hari ubwo se mwigeze kuntura ibitambo n'amaturo mu butayu, muri ya myaka mirongo ine, muryango wa Israheli?

26Ahubwo muzaheka Sakuti umwami wanyu, n'inyenyeri ya Kewani, ikigirwamana cyanyu, ayo mashusho mwikoreye ubwanyu.

27Nzabajyana bunyago mbarenze Damasi! Uwo ni Uhoraho ubivuze, izina rye ni Imana Umugaba w'ingabo.

## Amosi 6

### Ubwirasi n'ukwiyemera kw'abakungu

1Bariyimbire abatengamaye bo muri Siyoni, n'abashingiye amahoro yabo ku musozi wa Samariya, bo nyarurembo z'igihugu cy'ikirenga mu bindi byose, bo inzu ya Israheli igisha inama.

2Nimugere i Kaline maze mwitegereze, nimuhava mujye i Hamati umugi mukuru, hanyuma mumanuke i Gati mu Bafilisiti: iyo migi hari ubwo yaba irusha umutekano ibi bihugu byacu? Hari ubwo se igihugu cyabo kiruta icyanyu ubunini ?

3Mushaka guhigika umunsi w'amagorwa, hanyuma mukigiza bugufi igihe cy'imidugararo.

4Ngabo baryamye ku mariri akoze mu mahembe y'inzovu, bagaramye mu ntebe zabo, bakarya abana b'intama n'inyana z'imitavu,

5baregura inanga bagapfa gucuranga, bakaririmba nka Dawudi indirimbo bihimbiye,

6bakanywera divayi mu bikombe, bakisiga amavuta y'agaciro, ariko ntibahangayikwe n'uko umuryango wa Yozefu ugiye kurimbuka.

7Ni cyo gituma guhera ubu bagiye kujyanwa bunyago, bakagenda ku isonga y'abandi bose, maze bikarangirira aho ibyishimo by'abo bantu b'abapfayongo!

### Samariya izasenywa!

8Nyagasani Uhoraho arabirahiye, Uhoraho, Imana Umugaba w'ingabo avuze atya: Nanga urunuka ubwirasi bw'umuryango wa Yakobo, nkanga n'ingoro zayo, umugi wose uko wakabaye nzawutererana.

9Haramutse hagize nk'abantu icumi bacika ku icumu mu nzu imwe, na bo bazapfa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Hazasigara abantu mbarwa bo guhamba bene wabo. Nihagira uwiyambaza usigaye mu nzu ati «Nta muntu musigaranye aho mu nzu ?» undi amusubize ati «Nta we usigaye». Nta muntu uzasigara, habe n'umwe wo kwambaza izina ry'Uhoraho !

11Ni koko, Uhoraho ni we utegeka, akoma imbarutso, inzu nini igahirima, intoya ikiyasa.

12Hari ubwo se amafarasi yiruka mu mabuye ashinyitse ? Hari ubwo se bahingisha inyanja ibimasa, kugira ngo mubonereho guhumanya ubutabera, maze ubucamanza mukabuhindura umwanda ?

13Murishimira ko mwigaruriye umugi wa Lodebari, ariko ni ay'ubusa ; nuko mukavuga muti «Si ku ngufu zacu se twigaruriye Karinayimu ?»

14Ngaha rero, nzu ya Israheli, ngiye kubateza igihugu kizabakandamiza guhera i Lebohamati kugera mu karere ka Araba. Uwo ni Uhoraho ubivuze, Imana Umugaba w'ingabo.

## Amosi 7

### AMABONEKERWA

#### Ibonekerwa rya mbere: inzige

1Dore ibyo Nyagasani Uhoraho yanyeretse: yoherezaga inzige igihe ubwatsi bwabaga butangiye kumera — ndashaka kuvuga ubwatsi butoha nyuma y'umuganura wagenewe umwami —

2mbonye izo nzige zimaze gutsemba ibyatsi byose byo mu gihugu, ndavuga nti «Uhoraho, Mana yanjye, gira impuhwe, ndakwinginze: umuryango wa Yakobo se wabaho ute? Ni muto cyane!»

3Uhoraho yisubiraho, arasubiza ati «Ntibizabaho.»

#### Ibonekerwa rya kabiri: amapfa

4Dore ibyo Nyagasani Uhoraho yanyeretse: Nyagasani Uhoraho yitabaje umuriro ngo ace urubanza, nuko umuriro wuzura inyenganini, ukongora n'intara ya Israheli.

5Ni ko kuvuga nti «Uhoraho Mana yanjye, sigaho ndakwinginze, umuryango wa Yakobo se wabaho ute? Ni muto cyane!»

6Nya gasani Uhoraho yisubiraho, arasubiza ati «Ibyo na byo ntibizabaho.»

#### Ibonekerwa rya gatatu: rujora

7Dore ibyo Nyagasani yanyeretse: yari ahagaze iruhande rw'urukuta, afite rujora mu ntoki.

8Nuko Uhoraho arambwira ati «Amosi we, urabona iki?» Maze ndamusubiza nti «Ni rujora mbona.» Nuko Nyagasani arambwira ati «Dore rero, ngiye gushinga rujora

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

rwagati mu muryango wanjye Israheli, mbaringanize, kandi kuva ubu sinzongera kuyibabarira.

9Amasengero y'ahirengeye ya Izaki azahinduka amatongo, n'ingoro za Israheli zizarimbagurike, maze mfate inkota, inzu ya Yerobowamu nyihagurukire.»

### Amosi yirukanwa i Beteli

10Amasiya, umuherezabitambo w'i Beteli, atuma kuri Yerobowamu, umwami wa Israheli, ati «Amosi ariho arakugambanira rwagati mu nzu ya Israheli; igihugu ntikigishoboye kwihanganira ibyo avuga.

11Kuko avuga ngo: Yerobowamu azazira inkota, n'Abayisraheli bajyanwe bunyago kure y'igihugu cyabo.»

12Amasiya ni ko kubwira Amosi ati «Ngaho genda, wa mubonekerwa we ; cika ujye mu gihugu cya Yuda ; ho uzashobora kwirwanaho no guhanura !

13Naho hano i Beteli ntuzongere kuhahanurira kuko ari ingoro y'umwami, urusengero rwa cyami!»

14Amosi asubiza Amasiya, ati «Sinari umuhanuzi, sinari n'umwe mu itorero ry'abahanuzi ; nari umworozi, ngakonora n'ibiti byera imbuto.

15Nyamara Uhoraho yankuyeinyuma y'amatungo, nuko arambwira ati 'Genda uhanurire umuryango wanjye Israheli

!'

16Ubu ngubu umva ijambo ry'Uhoraho, wowe uvuga ngo 'Ntuzahanurire Israheli, ntuzongere guhindanya inzu ya Izaki!'

17Uhoraho rero avuze atya: 'Umugore wawe azigira ihabara mu mugi, abahungu bawe n'abakobwa bawe bazazira inkota, isambu yawe izagabanishwa umugozi, naho wowe uzapfira mu gihugu cy'amahanga, na Israheli yose ijyanwe bunyago kure y'igihugu cyayo.'»

## Amosi 8

### Ibonekerwa rya kane: igitebo cyuzuye imbuto

1Dore ibyo Nyagasani Uhoraho yanyeretse: yanyeretse igitebo cyuzuye imbuto zeze impeshyi igiye kurangira.

2Nuko arambwira ati «Amosi, urabona iki?» Ndamusubiza nti «Ndabona igitebo kirimo imbuto zeze impeshyi igiye kurangira.» Uhoraho arambwira ati «Israheli, umuryango wanjye, ugeze ku ndunduro yawo, sinzongera kugaruka ari wo unzanye.

3Uwo munsi mu ngoro bazaririmba indirimbo z'amaganya, uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze, intumbi zizaba nyinshi, aho bazazijugunya, bose bazumirwa.»


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Abacuruzi n'abasahuzi

4Nimwumve ibi ngibi, mwebwe murenganya abakene, mugira ngo mutsembe ab'intamenyekana bo mu gihugu,

5muvuga ngo «Mbese imboneka z'ukwezi zizarangira ryari, kugira ngo dushobore kugurisha ingano, na sabato izashira ryari, ngo dushobore gufungura imifuka y'ingano twahunitse, tugabanye igipimo twunguriramo n'igiciro, tubeshyeshye iminzani y'ubuhendanyi,

6abatindi tubagure amafeza, n'abakene ku giciro cy'amasandari abiri? Yemwe tuzagurisha ingano zacu, tugeze no ku nkumbi!»

7Uhoraho abirahije ikuzo rya Yakobo, ati «Sinzibagirwa na kimwe mu bikorwa byabo.»

8Ibyo se ntibigiye gutuma isi ihinda umushyitsi, n'abaturage bayo bose bakirabura? Izuzura rwose nk'Uruzi , isese hanyuma yike nka rwa ruzi rwo mu Misiri.

### Umunsi w'Uhoraho ni umunsi w'akababaro

9Kuri uwo munsi — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze— nzategeka izuba kurenga ku manywa y'ihangu, kandi ntume ku isi hacura umwijima izuba riva.

10Ingendo zanyu zigamije kunsenga nzazihinduramo iminsi y'ibyago, indirimbo zanyu zose nzihindure iz'amaganya. Abantu bose nzabakenyeza amagunira, imitwe yabo iharangurwe. Nzabatera akababaro k'urupfu, nk'ak'upfushije umwana we w'umuhungu w'ikinege, n'ibizakurikiraho bizasa n'iby'umunsi w'amaganya.

11Ngiyi iminsi iraje — uwo ni Nyagasani Uhoraho ubivuze— ari yo nzateza ho inzara mu gihugu. Ntizaba inzara yo gusonzera umugati, cyangwa inyota y'amazi, ahubwo izaba inzara yo gusonzera kumva Ijambo ry'Uhoraho.

12Abantu bazajarajara, bave ku nyanja bajye ku yindi, bazerere kuva mu majyaruguru kugera mu burasirazuba, bashakashaka Ijambo ry'Uhoraho, ariko ntibazaribona.

13Uwo munsi, abakobwa b'amasugi beza n'abasore bazicwa n'inyota,

14abarahiza icyaha cya Samariya bavuga bati «Harakabaho Imana yawe, Dani! Harakabaho Ububasha buri i Berisheba!» bazagwa kandi ntibazongera kubyuka.

## Amosi 9

### Ibonekerwa rya gatanu: isenywa ry'urusengero

1Nuko mbona Nyagasani ahagaze ku rutambiro, avuga ati «Kubita inkingi yo ku muryango, inkomanizo zizanyeganyega; byose bisenyukire ku bari imbere bose, naho abasigaye nzabicisha inkota; nta n'umwe uzashobora guhunga, nta n'umwe uzacika ku icumu.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2Nibanarwanira kujya iku zimu, ikiganza cyanjye kizabavanamo; nibanazamuka mu ijuru, nzabakonkoborayo.

3Nibihisha mu bitwa bya Karumeli, nzabashakashaka mbahanantureyo; nibanyihisha hasi mu nyanja, nzabategeza Ikiyoka kibarye.

4Nibitegeza abanzi babo ngo babagire imbohe, nzabategeza inkota ibicire aho. Nzabagenzaho ijisho, atari icyiza mbashakira ahubwo ari ikibi.»

### Uhoraho, Umutegetsi w'isi n'ijuru

5Nyagasani Uhoraho, Umugaba w'ingabo, agera ku isi ikanyeganyega, n'abayituye bagacura imiborogo ; uko yakabaye iratutumba nk'uruzi, ikika nka rwa ruzi rwo mu Misiri.

6Ni we wubaka ingazi mu ijuru, akubaka igisenge cye hejuru y'isi. Ni we ukorakoranya amazi yo mu nyanja, akayasuka ku isi. Uhoraho ni ryo zina rye.

### Igihano cy'abakosheje

7Ku bwanjye, mumeze nk'Abanyakushi , bana ba Israheli, uwo ni Uhoraho ubivuze. Si jyewe se wazamuye Israheli nkayivana mu gihugu cya Misiri, Abafilisiti nkabavana muri Kafutori, n'abo muri Aramu nkabavana i Kiri ?»

8Dore Nyagasani Uhoraho yerekeje amaso ku gihugu cy'abanyabyaha avuga ati «Ngiye kubavana ku isi mbatsembe, ariko nta bwo nzarimbura buheriheri inzu ya Yakobo. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

9Ni koko, ngiye gutanga amategeko: mu mahanga yose ngiye kujegeza inzu ya Israheli, nk'uko bazunguza urutaro bagosora, ntihagire imbuto nzima n'imwe igwa hasi.

10Abanyabyaha bo mu muryango wanjye bose bazicishwa inkota, bo bavuga bati «Ntuzatwegereze ikibi, ntuzatume kidushyikira.»

### Israheli izabyuka

11Muri iyo minsi, nzegura inzu ya Dawudi yari igiye kugwa, nzasane ibyuho byayo, nzegure ahari harasenyutse ; nzayihagarika nyisubize uko yahoze kera,

12ku buryo bazategeka udusigisigi twa Edomu n'utw'amahanga yose yamenye izina ryanjye. Ibyo ni Uhoraho ubivuze, ari na we uzabikora.

13Ngiyi iminsi iraje — uwo ni Uhoraho ubivuze — maze umuhinzi n'umusaruzi bakurikirane, umwenzi w'imizabibu azakurikirane n'uyibiba, divayi iryoshye izakwira ku misozi, buri murenge uyiyame.

14Nzagarura umuryango wanjye Israheli, bazubake imigi yari yarashenywe maze bayituremo, bazahinge imizabibu bayinywemo divayi, bahinge imirima maze barye ibyezemo,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15nzabagarura iwabo bakomere, ntibazongera kuvanwa ukundi mu gihugu cyabo
nabahaye. Uwo ni Uhoraho, Imana yawe, ubivuze.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Obadiya

## Obadiya 1

1 Ibonekerwa rya Obadiya. Nyagasani Uhoraho avuze atya kuri Edomu: Twumvise ubutumwa buturutse kuri Uhoraho, kandi n'intumwa yoherejwe mu mahanga kuyabwira iti «Nimuhaguruke dutere uwo muryango! Twese tujye ku rugamba!»

### Urubanza rwaciriwe Edomu

2 Dore ngiye kugucisha bugufi rwagati mu mahanga, ngusuzuguze ndetse ibi bikabije!

3 Ubwibone bwawe bwarakuyobeje, wowe wibera mu buvumo, ukanatura ahirengeye , wowe wibwira mu mutima wawe, uti «Ku isi ni nde wampangara?»

4 N'aho waba watumbagiye mu kirere nka kagoma, ugashyira icyari cyawe rwagati mu nyenyeri, naguhananturayo! Uwo ni Uhoraho ubivuze.

### Irimbuka rya Edomu

5 Mbese abajura n'abasahuzi ba nijoro baje iwawe, wagumana amahoro? Ntibatwara se ibyo bababshije byose? Ibisambo se nibigusarurira imizabibu, aho bizagusigira n'utwo uzahumba?

6 Bene Ezawu mwe, mbega ukuntu mwasatswe! Mbega ukuntu bavumbuye ubukire bwanyu buhishe!

7 Abanywanyi bawe baragushutse, bakumenesha mu gihugu cyawe! Incuti zawe ziraguhagurukiye! Abo mwasangiye umugati baguteze umutego, baravuga bati «Nta bwenge akigira!»

8 Koko, kuri uwo munsi nyine — uwo ni Uhoraho ubivuze — nzatsemba abanyabuhanga bo muri Edomu, n'umusozi wa Ezawu sinzawusigira umunyabwenge n'umwe!

9 Temani nawe, intwari zawe zizashya ubwoba, ku buryo muri icyo cyorezo, icyitwa umuntu cyose kizatsembwa ku musozi wa Ezawu.

### Icyaha cya Edomu

10 Urugomo n'ubwicanyi wagiriye umuvandimwe wawe Yakobo, ni byo bitumye uzakorwa n'ikimwaro, ukarimbuka ubuziraherezo!

11 Umunsi wari wiheje uhagaze ahitaruye, ubwo abanyamahanga bamusahuraga ibye ku ngufu, abanzi bakinjira mu marembo ye, bagafindira kuri Yeruzalemu, nawe wari umeze nk'umwe muri bo!

12 Ntukanezezwe no kubona umuvandimwe wawe, umunsi yagwiririwe n'amakuba! Ntukishimire kuri bene Yuda, ku munsi w'irimbuka ryabo, kandi ntukabavuge nabi ku munsi w'akababaro!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Ntukinjire mu marembo y'umugi w'umuryango wanjye, ku munsi w'amagorwa yawo! Ntukanezezwe nawe n'amakuba awugwiririye, ku munsi w'amagorwa yawo! Ntukawusahure ibyiza utunze, ku munsi w'amagorwa yawo!

14Ntugahagarare mu mayirabiri ngo ubone uko utsemba abawo bahunga! Ntugatange abawo bacitse ku icumu ku munsi w'akababaro!

15Ni koko, umunsi w'Uhoraho uregereje, umunsi wo kurimbura amahanga yose! Uko wagenjeje nawe ni ko uzagenzerezwa, ibikorwa byawe birakugaruke!

### Israheli izihimura Edomu

16Koko rero, nk'uko mwanywereye ku musozi wanjye mutagatifu, ni ko n'amahanga yose azanywa ubudatuza; bazanywa bageze n'aho basinda, bamere nk'abatigeze kubaho!

17Nyamara abacitse ku icumu bazakoranira ku musozi wa Siyoni, wongere ube mutagatifu; na bene Yakobo basubirane ibyabo byanyazwe!

18Nuko bene Yakobo bazahinduke nk'umuriro, bene Yozefu babe nk'ikirimi cy'umuriro, naho bene Ezawu bazahinduke umurama! Iyo miriro yombi izabatwika maze bakongoke, ku buryo nta n'umwe uzacika ku icumu wo kwa Ezawu. Ng'uko uko Uhoraho avuze!

### Israheli iziganzura ibihugu bituranye

19Ab'i Negevu bazigarurira umusozi wa Ezawu; abo mu karere k'imirambi bigarurire igihugu cy'Abafilisiti, begurirwe n'intara ya Efurayimu n'iya Samariya; naho abo kwa Benyamini bigarurire igihugu cya Gilihadi.

20Abajyanywe bunyago mu Bayisraheli bazaba baremye icyo gitero: bazanyaga igihugu cy'Abakanahani kugera i Sareputa, naho abajyanywe bunyago b'i Yeruzalemu bazature i Sefaradi, bigarurire n'imigi yo muri Negevu.

21Abazaba batsinze bazazamuka umusozi wa Siyoni, kugira ngo bacire urubanza umusozi wa Ezawu. Bityo Uhoraho azabe yimye ingoma!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Yonasi

## Yonasi 1

### Yonasi yanga ubutumwa bwe

1Ijambo ry'Uhoraho ribwirwa Yonasi, mwene Amitayi, riti

2«Haguruka ujye i Ninivi, umugi mugari, maze uyimenyeshe ko ubukozi bw'ibibi bwabo bwangezeho!»

3Yonasi ashyira nzira, ariko agenda ahungira i Tarishishi kure y'Uhoraho. Amanuka ajya i Yope ahasanga ubwato bwerekeje i Tarishishi, yishyura urugendo, arabwurira ngo ajyane na bo i Tarishishi kure y'Uhoraho.

4Nuko Uhoraho ateza inkubi y'umuyaga mu nyanja maze inyanja igira umuhengeri ukabije, ku buryo ubwato bwari bugiye gusandara.

5Abasare bashya ubwoba, buri wese atakambira imana ye. Ni bwo bajugunye imitwaro yose mu nyanja ngo borohereze ubwato. Ubwo Yonasi we yari yibereye mu bwato hasi, aryamye, yisinziriye.

6Umukuru w'abasare aramwegera, maze aramubwira ati «Ni kuki wisinziriye? Baduka utakire Imana yawe, ahari yo iratwibuka maze twoye kurimbuka.»

7Nuko barabwirana bati «Nimuze dukoreshe ubufindo, maze tumenye uwadukururiye iki cyago.» Bakora ubufindo, maze bufata Yonasi.

8Baramubwira bati «Ngaho tubwire ikikugenza! Uraturuka he? Iwanyu ni he? Mbese mu bwoko uri umuki?»

9Arabasubiza ati «Ndi Umuhebureyi, nkaba nemera Uhoraho, Imana y'ijuru, yo yaremye inyanja n'ubutaka.»

10Ba bantu bagira ubwoba bwinshi, maze baramubaza bati «Wacumuye iki rero?» Bari bazi ko ahunze Uhoraho kuko ubwe yari yabibatekerereje.

11Baramubwira bati «Tukugenze dute kugira ngo inyanja itworohere?» Kuko inyanja yagendaga irushaho kwicunda.

12Arabasubiza ati «Nimunterure munjugunye mu nyanja, irahita iborohera kuko, ndabizi, ni jye watumye umuhengeri ukaze ubabuza uburyo.»

13Ba bantu baragashya bagira ngo bashyikire inkombe, biba iby'ubusa: inyanja yarushagaho kwicunda ibarwanya.

14Ni ko kwambaza Uhoraho, bavuga bati «Uhoraho, tubabarire, twoye gushira tuzira kurwana ku buzima bw'uyu muntu, utagize icyo adutwara, kandi amaraso ye ntadusame, kuko ari wowe, Uhoraho, wabyishakiye.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Nuko bajuguta Yonasi bamujugunya mu nyanja, na yo ihita icubya ubukana.

16Ba bantu bagirira Uhoraho igitinyiro cyinshi. Bamutura igitambo kandi bamugirira amasezerano.

## Yonasi 2

### Yonasi arokoka

1Uhoraho ategeka ifi nini kumira Yonasi. Yonasi amara mu nda y'ifi iminsi itatu n'amajoro atatu.

2Aho yari aho mu nda y'ifi, asenga Uhoraho Imana ye, ati

3«Ubwo nari mu kaga natakiye Uhoraho maze aransubiza. Ubwo nari ikuzimu narahamagaye, wumva ijwi ryanjye.

4Wari waranjugunye mu ndiba y'inyanja, rwagati muri zo, maze ngotwa n'umwuzure. Imivumba yawe yose n'ingashya byawe binyirohaho.

5Nanjye nkavuga nti 'Nciwe mu maso yawe; nzongera kureba nte Ingoro yawe ntagatifu?'

6Amazi yaramize ngerwa mu mihogo, imihengeri irangota, icyatsi cyo mu nyanja kinyizinguriza ku mutwe.

7Nagarukiye aho imisozi itewe inkingi, bampeza inyuma y'ishyanga ubuziraherezo. Nyamara ni wowe wazahuye mu rwobo ubuzima bwanjye, Uhoraho Mana yanjye.

8Igihe nari nihebye, nta mutima nkigira, ni bwo nibutse Uhoraho, maze isengesho ryanjye rikugeraho mu Ngoro yawe ntagatifu.

9Abibeshya bakiringira ibitagira shinge, nibizeyukire.

10Jyewe nzagutura igitambo, nkuririmbire ngushimira, nzarangiza n'icyo nasezeranye. Uhoraho ni we mukiza!»

11Uhoraho ategeka ifi, iruka Yonasi ku nkombe.

## Yonasi 3

### Abantu b'i Ninivi bicuza, Imana ikababababarira

1Ijambo ry'Uhoraho ribwirwa Yonasi ubwa kabiri, riti

2«Haguruka ujye i Ninivi, umugi mugari, maze ubamenyeshe icyo nzakubwira.»

3Yonasi arahaguruka maze ajya i Ninivi akurikije ijambo ry'Uhoraho. Ninivi rero ikaba umugi mugari bihebuje, kuwugenda byari iminsi itatu.

4Yonasi yinjira mu mugi, akora urugendo rw'umunsi umwe. Yigisha agira ati «Hasigaye iminsi mirongo ine, maze Ninivi ikarimbuka.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Abantu b'i Ninivi bemera Imana, batangaza igisibo, bambara ibigunira, kuva ku
mukuru kugeza ku muto.

6Rya jambo riza kugera ku mwami wa Ninivi, na we ahaguruka ku ntebe ye y'ubwami,
yambura igishura, yambara ikigunira, yicara mu ivu.

7Nuko batangaza muri Ninivi iteka ry'umwami n'abakuru bo mu gihugu, rivuga riti
«Abantu n'inyamaswa n'amatungo, ari amaremare n'amagufi, ntibigire icyo birya,
ntibirishe kandi ntibinywe n'amazi.

8Nibyambare ibigunira, baba abantu, zaba inyamaswa, nibitakambire Imana
n'imbaraga zose, maze buri wese areke imigirire ye mibi, n'urugomo rwitwaza
amaboko.

9Ni nde wamenya niba Imana itahindura imigambi, umujinya ugashira mu mutima,
maze ntitube tugipfuye?»

10Imana ibonye ibyo bakoraga, n'uko bahinduye bakareka imigenzereze yabo mibi,
na yo ihindura imigambi, icyago yari yabateguje ntiyakibateza.

## Yonasi 4

### Yonasi arakara, Imana ikamwumvisha impuhwe zayo

1Yonasi biramubabaza cyane, maze ararakara.

2Yambaza Uhoraho, avuga ati «Si ibi nari navuze igihe nari nkiri mu gihugu cyanjye?
Ni cyo cyatumye mbanza guhungira i Tarishishi. Nari nzi nyine ko uri Imana
y'impuhwe n'ibambe, utinda kurakara kandi ukungahaye ubudahemuka, ntukomeza
umugambi wo kugira nabi.

3None rero, Uhoraho, nkiza ubuzima bwanjye, kuko gupfa bindutiye kubaho.»

4Uhoraho arasubiza ati «Ubwo koko hari impamvu ufite yo kurakara?»

5Yonasi ava mu mugi yicara iburasirazuba bwawo, ahiyubakira akazu, maze
akugamamo izuba, ategereje ikizaba kuri uwo mugi.

6Hanyuma Uhoraho Imana ategeka ko hamera ikibonobono, maze kikazamuka
hejuru ya Yonasi kugira ngo kimutwikire bityo kimugabanyirize akababaro. Yonasi
yishimira bikomeye icyo giti.

7Ariko bukeye bwaho, umuseke ukebye, Imana itegeka ko haza inanda ikarya cya giti
maze kikuma.

8Nuko izuba rirashe, Imana iteza umuyaga utwika w'iburasirazuba, izuba ricanira
umutwe wa Yonasi maze araraba. Asaba gupfa, aravuga ati «Kuri jye biraruta ko
napfa aho kubaho.»

9Uhoraho abwira Yonasi ati «Ubwo koko hari impamvu ufite yo kurakazwa n'iki

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

giti?» Arasubiza ati «Yego, birakwiye ko ndakara byo gupfa.»

10Uhoraho arongera ati «Wowe ubabajwe n'iki giti utigeze uruhira cyangwa ngo ugihe gukura, kikaba cyarakuze mu ijoro rimwe, kikuma mu rindi.

11Naho jyewe, mbese sinkwiriye kubabazwa na Ninivi, umugi mugari, utuwe n'abantu ibihumbi ijana na makumyabiri batazi gutandukanya indyo n'imoso , hamwe n'amatungo atabarika?»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Mika

## Mika 1

1Dore ijambo Uhoraho yabwiye Mika w'i Moresheti, mu gihe cya Yotamu, Akhazi na Hezekiya, abami ba Yuda. Dore ibyo yeretswe byerekeye Samariya na Yeruzalemu.

### UHORAHO AGIYE GUCIRA ISRAHELIURUBANZA

#### Ibyo Samariya ishinjwa

2Mahanga yose, nimwumve! Isi nawe, tega amatwi kimwe n'ibikurimo byose! Uhoraho Imana aje kubashinja, Nyagasani asohotse mu Ngoro ye ntagatifu.

3Koko, nguyu Uhoraho asohotse iwe, aramanutse, akandagira ahirengeye ho ku isi.

4Aho anyuze, imisozi irashonga, ibibaya bikika, mbese nk'ibishashara bishongeshwa n'umuriro, cyangwa nk'amazi amanuka ahantu hacuramye.

5Ibyo byose biraterwa n'ubugome bwa Yakobo, kimwe n'icyaha cy'inzu ya Israheli. Ubwo bugome bwa Yakobo ni ubuhe? Si Samariya se? Icyo cyaha cya Yuda ni ikihe? Si Yeruzalemu se?

6Samariya rero ngiye kuyihindura amatongo yo mu cyaro, nyigire nk'umurima uhingwamo imizabibu. Amabuye yayo nzayahirika mu kabande, ndimbure imfatiro zayo zijye imusozi.

7Amashusho yayo yose azajanjagurwa, amaturo bayahaga yose ajugunywe mu muriro; ibigirwamana byayo byose nzabimenagura, kuko byagwijwe n'inyungu ziturutse ku buhabara, nuko bizasubire aho byavuye.

#### Amaganya atewe n'imigi ya Yuda

8Ngicyo ikinteye kuganya, nkaboroga; ngiye kwiyambura inkweto, nambare ubusa, moke nk'imbwebwe, mboroge nka za mbuni,

9koko icyago simusiga giteye Samariya! Dore ngicyo kigeze muri Yuda, cyasatiriye amarembo y'umuryango wanjye, kugera i Yeruzalemu!

10Abantu b'i Gati mwibagaragariza ayo makuba, mwibereka n'amarira yanyu! I Beti-Leyafura, nimuganye, mwigaragura mu mukungugu!

11Ngaho hunga, nawe muturage w'i Shafiri, ugende ufite isoni kandi wambaye ubusa! Ab'i Sanani ntibagitinyutse gusohoka ukundi! Amaganya ni yose i Betiheseli, nta cyo igishoboye!

12Umuturage w'i Maroti yafashwe n'umushyitsi udashira, kuko icyago giturutse kuri Uhoraho cyasatiriye amarembo ya Yeruzalemu.

13Zirika amafarasi ku igare ry'intambara, we muturage w'i Lakishi,

(wowe, nkomoko y'igicumuro cy'umwari w'i Siyoni, kuko iwawe ari ho habonetse

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ubugome bwa Israheli.)

14Ni yo mpamvu uzaca umubano ufitanye na Moresheti-Gati, naho Betakizibu ikazabera umutego abami ba Israheli.

15Nzaguteza bundi bushya abakunyaga, wowe muturage w'i Maresha; ikuzo rya Israheli rizigire i Adulamu.

16Iharanguze, wimareho umusatsi, (mwari w'i Yeruzalemu); umutwe wawe uhinduke umwunu nk'uwa mbuni, kubera abana bawe wakundaga, none bakaba bajyanywe bunyago kure yawe!

## Mika 2

### Abaryamira abandi

1Bariyimbire abagambirira kugira nabi, igihe baryamye bagahimbahimba igikorwa kibi, bwacya bagahita bagikora, kuko bagifitiye ububasha!

2Bararikira imirima bakayinyaga, amazu bakayambura bene yo; nuko bagafata umugabo n'urugo rwe, bagatwara umuntu n'umurage we.

3Ni cyo gitumye Uhoraho avuze atya: Nanjye ngambiriye kubatera icyago mutazashobora kwigobotora, cyangwa ngo mugende mwemaraye, kuko kizaba ari igihe cy'amakuba.

4Uwo munsi bazabagira iciro ry'imigani, batere indirimbo y'amaganya, bagira bati «Katubayeho, turarimbutse! Umugabane w'umuryango wanjye uranyazwe! Bitewe n'iki se kugira ngo nywamburwe, maze abagome bakigabanya amasambu yacu?»

5Ni cyo gituma nta n'umwe muri mwe uzongera guhabwa umunani mu ikoraniro ry'Uhoraho.

### Abahinyura inyigisho z'umuhanuzi

6Bamwe baravuga bati «Rekera aho kubara izo nkuru, kuko ari ubusazi kwemeza ko tuzakorwa n'ikimwaro.

7Ni ko se, umuryango wa Yakobo waba waravumwe? Uhoraho yaba se atakihangana? Yabasha se gukora atyo?» — Nyamara amagambo ye agirira neza ugendera mu butungane!

8Naho mwebwe mwafashe umuryango wanjye nk'abanzi banyu; abavuye mu ntambara bigendera mu mahoro, mubacuza ibishura byabo bari biteye!

9Mwirukana abagore bo mu muryango wanjye, mubatesha ingo bakundaga; abana babo mubambura burundu agaciro nabahaye!

10Nimuhaguruke mugende, si igihe cyo kuruhuka; kubera ubuhemu bwanyu mwikururiye ukurimbuka, kandi kukazaba ukurimbuka gukaze!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11Iyaba habonekaga umuntu wiruka inyuma y'umuyaga, agakwirakwiza ibinyoma
agira ati «Nguhanuriye ko uzagwirizwa divayi n'ibindi bisindisha!» uwo ni we waba
umuhanuzi ukwiriye uyu muryango.

### Imana igiye gukorakoranya udusigisigi twa Israheli

12Ngiye kugukorakoranya, wowe Yakobo, uko wakabaye; ngiye gushyira hamwe
udusigisigi twa Israheli! Nzabakoranyiriza hamwe nk'intama mu kiraro, cyangwa
nk'ishyo riri mu rwuri, maze bahinduke imbaga nyamwinshi y'abishimye.

13Nguwo abazamutse imbere, ubashakira inzira; babonye inzira bagera mu irembo
basohokeramo: Umwami wabo abarangaje imbere, Uhoraho ubwe ari imbere yabo.

## Mika 3

### Abatware b'abagome baburirwa

1Nuko ndavuga nti «Nimuntege amatwi, batware ba Yakobo, namwe, bacamanza
b'inzu ya Israheli! Si mwebwe se mwagombye kumenya ubutabera,

2mwebwe mwanga icyiza, mugakunda ikibi! Ngaha muruna abantu ho uruhu,
mugashishimura inyama ku magufa yabo!

3Abo bantu barya inyama z'umuryango wanjye, bakabunaho uruhu, bakabajanjagura
n'amagufa, bakabacagaguramo uduce nk'inyama ziri mu cyungo cyangwa mu
isafuriya,

4abo bose, ku munsi bazatakambira Uhoraho, we azabima amatwi! Koko rero
azabahisha uruhanga rwe, kuri uwo munsi, abitewe n'ibikorwa bibi bakoze.»

### Abahanuzi bayobya Israheli na bo baburirwa

5Uhoraho avuze atya ku bahanuzi bayobya umuryango wanjye: Iyo babonye icyo
birira batangaza amahoro; naho utagize icyo abanaga mu kanwa, bagashoza
intambara.

6Ni yo mpamvu ijoro rizabagwaho, mwoye kubonekerwa, mubundikiwe n'umwijima,
nta cyo mugihanura; abahanuzi izuba ribarengeyeho, umunsi ubiriyeho.

7Ubwo abashishozi bazakorwa n'isoni, abapfumu bagwe mu kantu; bose bipfuke mu
maso kuko Imana itabashubije.

8Ariko jyewe, mbikesheje umwuka w'Uhoraho, nuzuyemo imbaraga, ubutabera
n'ubutwari, kugira ngo ngaragarize Yakobo ubuhemu bwe, na Israheli icyaha cye.

### Mika ahanura isenywa rya Yeruzalemu

9Nimutege amatwi ibi ngibi, batware b'inzu ya Yakobo, namwe, bacamanza b'inzu ya
Israheli; mwebwe muterwa ishozi n'ubutabera, mugatoteza icyitwa ubutungane
cyose;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10mwebwe mwubakisha Siyoni amaraso, Yeruzalemu mukayishingira ku bugome !

11Abatware bayo baraca imanza ari uko babonye ruswa, abaherezabitambo bayo barigishiriza kuronka inyungu, abahanuzi bayo barahanura ari uko bahawe feza. Kandi bagatinyuka kwishingikiriza Uhoraho, bavuga bati «Uhoraho ari muri twe, icyago ntikizatugwirira!»

12Ni cyo gituma Siyoni izahingwa nk'umurima, Yeruzalemu igahinduka amatongo, bitewe namwe, umusozi wubatseho Ingoro ugapfukiranwa n'ibihuru.

**Mika 4**

## SIYONI ISEZERANYWA IBYIZA

### Amahanga yose azakoranira i Yeruzalemu

1Hazaba ubwo mu bihe bizaza, umusozi wubatseho Ingoro y'Uhoraho ushyirwa ejuru, ukazasumba imisozi yose n'ununununga twose, maze amahanga agahurura awugana.

2Imiryango myinshi izashyira nzira, ivuga iti «Nimuze tuzamuke ku musozi w'Uhoraho, tugane Ingoro y'Imana ya Yakobo, azatwereke inzira ze, maze tuzikurikire.» Koko, kuri Siyoni ni ho haturuka amategeko, ijambo ry'Uhoraho rigaturuka i Yeruzalemu.

3Azaca imanza z'ibihugu byinshi, akiranure amahanga akomeye, ndetse n'aya kure. Inkota zabo bazazicuramo amasuka, amacumu yabo bayacuremo imihoro. Nta hanga rizongera kubangurira irindi inkota, kandi ntibazongera ukundi kwitoza imirwano.

4Buri muntu azatura mu nsi y'umuzabibu n'umutini we, kandi nta n'uzongera kumutera intugunda. Ni ko avuze Uhoraho, Umugaba w'ingabo.

5Nk'uko ibihugu byose biyoboka izina ry'Imana yabyo, natwe tuzayoboka izina ry'Uhoraho Imana yacu, iteka ryose.

### Uhoraho ni umwami i Yeruzalemu

6Uhoraho avuze atya: Kuri uwo munsi nzakorakoranya abacumbagira, nshyire hamwe abatannye n'abo nafashe nabi.

7Abacumbagira nzabagira udusigisigi, abazaba bari kure mbagire ihanga rikomeye. Uhoraho azababera umwami ku musozi wa Siyoni, ubu n'iteka ryose.

8Naho wowe, munara w'Ubushyo, musozi w'umwari w'i Siyoni, ubutware bwa kera bugiye kukugarukira, ubwami busubizwe umwari w'i Yeruzalemu.

### Ububabare n'igobotorwa bya Yeruzalemu

9None se ubu, ni iki gituma uvuza induru? Ni uko se utagira umwami? Mbese umujyanama wawe yavuyeho, ukurizaho gufatwa n'ububabare nk'ubw'umugore uramutswe?


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Hinahinwa n'ububabare, mwari w'i Siyoni, kandi uboroge nk'umugore uramutswe, kuko ugiye kuva mu murwa ukajya mu gasozi, ukazagera ndetse n'i Babiloni. Aho ni ho Uhoraho azakugobotora, akakuvana mu nzara z'abanzi.

11Ngaha amahanga menshi yagukoraniyeho, bagira bati «Nibahahindanye maze tubone n'amaso yacu akaga ka Siyoni!»

12Ibyo babiterwa no kutamenya imigambi y'Uhoraho, ntibasobanukirwe n'ibitekerezo bye: yabakoranyirije hamwe nk'imiba y'ingano ku mbuga.

13Haguruka unyukanyuke ingano, mwari w'i Siyoni! Amahembe yawe nzayahindura ibyuma, ibinono byawe mbihindure umuringa, maze uzahonyore amahanga menshi. Ibyo uzabanyaga kimwe n'ubukungu bwabo, ubyegurire Uhoraho, Umutegeka w'isi yose.

14None rero itegure kurwana, mwari w'indwanyi; dore ngaha batugose , kandi ucira Israheli imanza baramukoza inkoni ku itama.

## Mika 5

### Betelehemu, umugi kavukire w'Umwami-Mukiza

1Naho wowe, Betelehemu Efurata, uri mutoya cyane mu miryango ya Yuda, ariko iwawe nzahavana ugomba gutegeka Israheli ; inkomoko ye ni iyo hambere, mu bihe bya kera cyane.

2Ni cyo gituma Uhoraho azabatererana kugeza igihe ugomba kubyara azabyarira, maze udusigisigi tw'abavandimwe be dusange Abayisraheli.

3We rero azemarara, aragire ubushyo bwe, abikesheje ububasha bw'Uhoraho n'ubuhangange bw'izina ry'Imana ye. Icyo gihe bazashinga imizi, kuko azakomera, akanategeka kugera ku mpera z'isi.

4Ni we ubwe uzazana amahoro! Abanyashuru nibadutera bagakanagira ku butaka bwacu, tuzabateza abashumba barindwi n'abatware umunani.

5Igihugu cya Ashuru n'icya Nemurodi bazabitegekesha inkota, maze we ubwe azadukize Ashuru, niramuka iteye igihugu cyacu, ikarenga umupaka wacu.

### Udusigisigi twa Israheli mu banyamahanga

6Ubwo udusigisigi twa Yakobo tuzatura rwagati mu miryango myinshi; bamere nk'ikime cyangwa ibijojoba bigwa ku byatsi, biturutse kuri Uhoraho, atagize icyo asaba umuntu cyangwa se icyo amutezeho.

7Nuko udusigisigi twa Yakobo tuzabe mu mahanga, rwagati mu miryango myinshi, mbese nk'intare mu nyamaswa z'ishyamba, cyangwa nk'icyana cy'intare mu mashyo y'intama; uko itambutse igakacanga, igashwanyaguza, kandi ntihagire uyitesha icyo ifashe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8Nawe rero, cyamurira ikiganza cyawe ku bakurwanya, maze abanzi bawe bose barimbuke!

### Uhoraho atsemba ibyayobyaga umuryango we

9Dore uko bizagenda kuri uwo munsi, uwo ni Uhoraho ubivuze! Nzakwambura amafarasi, ntsembe n'amagare yawe y'intambara.

10Nzasenya imigi y'igihugu cyawe, ndimbure n'ibigo byawe bikomeye byose.

11Nzavana ibinyabapfumu mu kiganza cyawe, n'abacunnyi ntuzongera kubagira ukundi.

12Nzatsemba iwawe amashusho n'inkingi, uherukire aho gupfukamira ibyakozwe n'ibiganza byawe.

13Nzarimbura iwawe ibiti weguriye ibigirwamana, n'imigi yawe nzayisenye.

14Hanyuma nzihimure no ku mahanga atanyumviye, mbigiranye uburakari n'umujinya mwinshi.

## Mika 6

## UHORAHO YONGERA KWIHANANGIRIZAISRAHELI

### Uhoraho acira urubanza umuryango we

1Nimwumve icyo Uhoraho avuze: «Haguruka, uburanire imbere y'imisozi, maze utununga twumve ijwi ryawe!»

2Misozi, nimwumve urubanza rw'Uhoraho, namwe mfatiro zitajegajega z'isi, nimutege amatwi, kuko Uhoraho afitanye urubanza n'umuryango we, akaba aburana na Israheli:

3«Muryango wanjye, nagutwaye iki? Mbese icyo nakuruhijeho ni ikihe? Ngaho nsubiza!

4Naba nzira se ko nakuvanye mu gihugu cya Misiri, nkakugobotora mu nzu y'uburetwa? Cyangwa se ko nakohereje Musa, Aroni na Miriyamu ho abayobozi?

5Ibuka kandi, muryango wanjye, icyo Balaki, umwami wa Mowabu, yari agambiriye, n'icyo Balamu, mwene Bewori, yamushubije! Wibuke n'uko wanyuze i Shitimu ukagera i Giligali, bityo umenye ibikorwa byiza Uhoraho yagukoreye.»

6— Nzahingukana iki imbere y'Uhoraho kugira ngo mpfukamire Imana yo mu ijuru? Nzamutura se ibitambo bitwikwa, cyangwa ibimasa bimaze umwaka umwe?

7Uhoraho se yakwemera amapfizi y'intama agahumbagiza, cyangwa se amavuta atemba nk'imivu? Nzamutura se umwana wanjye w'uburiza, ngo abe icyiru cy'ubugome bwanjye, cyangwa se umwana wo mu bura bwanjye, ngo abe impongano y'ibyaha byanjye bwite?

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8— Mwana w'umuntu, bakumenyesheje ikiri cyiza, ari cyo Uhoraho agushakaho: nta kindi uretse kubahiriza ubutabera, gukunda ubudahemuka, no kugendana n'Imana yawe mu bwiyoroshye.

### Uhoraho ahanira ubuhendanyi n'urugomo

9Uhoraho, we ukiza abubaha izina rye, arahamagara abatuye umugi, ati «Nimutege amatwi, miryango n'amakoraniro byo mu mugi!

10Nashobora nte se kwihanganira igipimisho kibeshya , n'ikigeresho gitubye kandi cyamaganywe?

11Nakwemera nte se ukoresha iminzani idatunganye, n'umufuka urimo ibipimisho bitari byo?

12Wa mugi we, abakungu bawe buzuye urugomo, abaturage bawe bakavuga ibinyoma, n'ururimi rwo mu kanwa kabo rukabeshya!

13Ni yo mpamvu nanjye niyemeje kuguhana, nkugira amatongo kubera ibicumuro byawe.

14Uzarya ariko ntuzahaga, inzara izahora iwawe. Uzazigama ariko nta cyo uzashobora gutunga, n'icyo watunga nakigabiza inkota.

15Uzatera imbuto ariko ntuzasarura, uzakamura imizeti ariko ntuzisiga amavuta yayo, uzenga imizabibu ariko ntuzanywa divayi.

16Wizirika ku mategeko ya Omari, no ku migenzereze yose y'inzu ya Akabu ; ugakurikiza amabwiriza yabo, ari na yo mpamvu nzaguhindura amatongo! Abaturage bawe nzabagira iciro ry'imigani, ukazagerekwaho n'ikimwaro cy'umuryango wanjye!»

## Mika 7

### Nta ndahemuka zikirangwa mu gihugu

1Nta bwo ndagowe! Meze nk'abasaruzi bo mu cyi, cyangwa nk'abahumbahumba mu gikorera cy'imizabibu; nyamara nta n'iseri na rimwe ryo kurya, cyangwa akabuto gasigaye mu two nakundaga cyane!

2Nta ndahemuka ikirangwa mu gihugu, nta ntungane ikiboneka mu bantu! Bose bararikiye kumena amaraso, buri muntu arashandikira umuvandimwe we umutego.

3Ibiganza byabo bimenyereye gukora ibibi gusa: umutware arasaba amaturo ngo abone gutunganya umurimo we, umucamanza na we araka ruswa; umunyacyubahiro aravuga yeruye irari ry'umubiri we.

4Uwitwa umwere muri bo ameze nk'ihwa rihanda, uw'intungane akamera nk'uruzitiro rw'imifatangwe. Ngaha rero, umunsi bamenyeshejwe n'abarinzi babo urageze, maze bose bakorwe n'ikimwaro!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Mwikwisunga bene wanyu cyangwa ngo mwiringire incuti, ndetse n'imbere y'uwo
upfumbase uritondere ijambo rivuye mu kanwa kawe,

6kuko umuhungu yita se umusazi, umukobwa agashira isoni nyina, umukazana
agahangana na nyirabukwe, buri muntu akagira umwanzi mu nzu ye bwite.

7Naho jyewe, Uhoraho ni we mpanze amaso, niringiye Imana, Umukiza wanjye; koko
rero, Imana yanjye izanyumva.

## UMURYANGO NUHORANE AMIZERO

8Sigaho kunkina ku mubyimba, mwanzi wanjye ! Niba naguye nzabyuka, niba kandi
ndi mu mwijima, Uhoraho azambera urumuri.

9Ngomba kwihanganira uburakari bw'Uhoraho, kuko ari we nacumuyeho, kugeza
igihe azamburanira, akansubiza uburenganzira bwanjye. Azangarura mu rumuri,
nzatangarire ubutabera bwe.

10Umwanzi wanjye azabibona akorwe n'ikimwaro, we wambazaga ati «Uhoraho,
Imana yawe, aba he?» Amaso yanjye azamwitegereza, ubwo azanyukanyukwa
nk'icyondo mu mayira.

11Umunsi wo kubaka bundi bushya inkike zawe uregereje, ari na wo munsi imipaka
yawe izagurwa.

12Uwo munsi nyine bazaza bakugana kuva Ashuru kugera mu Misiri, kuva mu Misiri
kugera ku Ruzi, kuva ku nyanja kugera ku yindi, no kuva ku musozi kugera ku wundi!

13(Ahandi ho hazahinduka ubutayu ku mpamvu y'abahatuye, bitewe n'imyifatire
mibi yabo.)

14Ragira umuryango wawe n'inkoni yawe, ari wo bushyo wahaweho umurage,
busigaye ari bwonyine rwagati mu ishyamba ry'inzitane, maze burishe muri Bashani
n'i Gilihadi, nk'uko byahoze kera!

15Wongere utugaragarize ibitangaza, nk'iby'igihe utuvanye mu gihugu cya Misiri!

16Abanyamahanga bazabireba maze bakorwe n'ikimwaro, bo biringiye ububasha
bwabo bwinshi, bazumirwe bipfuke ku munwa banazibe n'amatwi.

17Bazarigata umukungugu nk'inzoka, cyangwa nk'ibindi bikoko byikurura ku butaka.
Bazasohoka mu bigo byabo bikomeye, basange Uhoraho, Imana yacu, badagadwa,
bazahinde umushyitsi kandi bagire ubwoba kubera wowe!

18Mbese wagereranywa n'iyihe Mana, wowe wihanganira icyaha, ukirengagiza
ubugome? Urukundo ugirira udusigisigi tw'umuryango wawe rutuma udakomeza
kuwurakarira, ahubwo ugashimishwa no kutugirira impuhwe.

19Tugaragarize bundi bushya impuhwe zawe, unyukanyuke ibicumuro byacu, kandi
ibyaha byacu byose ubirohe mu nyanja!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

20Yakobo uzamugaragarize ubudahemuka bwawe, na Abrahamu umwereke ineza yawe, nk'uko wabirahiye abasekuruza bacu kuva mu bihe bya kera.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Nahumu 1

1Ibyahanuwe kuri Ninivi. Ngiki igitabo cy'ibyahishuriwe Nahumu w'i Elikoshi.

### IMANA IRAKARA IKANAGIRA IMPUHWE

2Uhoraho ni Imana ifuha kandi ikihorera, Uhoraho arihorera, uburakari bwe bugatera ubwoba, Uhoraho yihorera ku bamurwanya, abanzi be akabagirira inzika.

3Uhoraho atinda kurakara, n'ubwo afite imbaraga nyinshi; ariko amaherezo akazahana umugira nabi. Agenda mu muyaga no mu muhengeri, ibicu bikaba umukungugu utumurwa n'ibirenge bye.

4Acyaha inyanja akayumutsa, agakamya n'inzuzi zose. I Bashani n'i Karumeli harumagatanye, ibimera byo muri Libani birarabiranye.

5Imisozi irahinda umushyitsi imbere ye, utununga tugashonga, isi irahindagana imbere y'uruhanga rwe, kimwe n'abayituye bose.

6Ni nde wahangana n'ubukana bwe, akihanganira uburakari bwe bugurumana? Umujinya we urisukiranya nk'inkongi y'umuriro, ibitare bikiyasa imbere ye.

7Uhoraho ni mwiza, akaba n'ubuhungiro ku munsi w'amage, akagirira neza abamwiringira bose,

8ndetse n'iyo haza umuvumba ukabije. Azatsemba abamugomera, abanzi be abarohe mu mwijima.

#### Ubutumwa busimburana kuri Yuda no kuri Ninivi
#### (Ku batware ba Yuda)

9Mbese Uhoraho, muramuhimbira migambi nyabaki? Ni we utsemba; umubabaro ntugaruke ukundi.

10Koko bameze nk'amahwa asobekeranye, bityo bazakongoka bashire nk'ibyatsi byumye.

#### (Kuri Ninivi)

11Iwawe habonetse umuntu ugambanira Uhoraho, akagira imigambi y'ubugiranabi.

#### (Kuri Yuda)

12Uhoraho avuze atya: N'ubwo abanzi banyu ari benshi bakagira n'imbaraga, bazatsembwa maze bashireho. Naragusuzuguje, ariko sinzongera kugusuzuguza ukundi.

13Kuva ubu ngiye kujanjagura umutwaro wari ugushikamiye, nkubohore n'ingoyi zari zikuboshye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### (Ku mwami w'i Ninivi)

14Uhoraho akuvuzeho ibi ngibi: Ntuzongera kugira urubyaro ruzitirirwa izina ryawe; ibigirwamana byawe by'ibibazanyo cyangwa by'ibicurano, ngiye kubivana mu ngoro yabyo; ngucukurire imva kuko nta cyo umaze.

## Nahumu 2

### (Kuri Yuda)

1Ngiyo intumwa itungutse mu mpinga z'imisozi, izanywe no kubamenyesha amahoro. Yuda, ngaho himbaza iminsi mikuru yawe, urangize n'imihigo wahize, kuko umugiranabi atazagera iwawe ukundi, akaba yarimbuwe burundu!

3Dore Uhoraho agarukanye ikuzo rya Yakobo, ni we ubwe kuzo rya Israheli, kuko abasahuzi bari barabacuje, bakabatsembaho umuzabibu.

## IRIMBURWA RYA NINIVI

### Ninivi iterwa ikarimburwa

2Igitero kiguteye kiguturutse imbere! Rinda ibigo byawe, ugenzure n'amayira! Kenyera ukomeze, ukoreshe imbaraga zawe zose!

4Ingabo z'intwari zabo zisize ibara ritukura, abakurwanya bambaye imyambaro y'umuhemba. Dore biteguye kugaba igitero: ibyuma byose by'amagare y'intambara birarabagirana, amacumu aratigita yerekera impande zose!

5Mu mayira amagare y'intambara aragenda nk'ayasaze, ngayo mu bibuga arihuta cyane, ameze nk'amafumba y'umuriro, aranyaruka nk'umurabyo.

6Umwami wa Ninivi ahamagaje abagaba b'ingabo ze, ngabo baragenda babyigana. Barihutira kugera ku nkike, aho bateguye ibyo bari bwikingeho.

7Amarembo yerekera ku Ruzi arasunitswe, ingoro y'umwami irafashwe.

8Ishusho ry'imanakazi yabo riramanuwe, bararisahuye; abaja bayo baraganya nk'inuma, bikomanga ku gituza.

9Kuva kera Ninivi yari nk'ikizenga cy'amazi menshi, ariko none dore atangiye gusandara impande zose. Barabahamagara bati «Nimuhagarare, mukomere!» ariko ntihagire n'umwe ugaruka.

10Nimusahure feza! Musahure na zahabu! Ubukungu bw'aho ntibugira ingano, barunze ibintu birenze urugero by'agaciro gakomeye.

11Byose birasenyutse, birasahuwe, birarimbutse! Abantu b'aho bose bacitse intege, amavi arakomangana, barahinda umushyitsi umubiri wose, mu maso habo harasuherewe.

### Ninivi imeze nk'intare yaneshejwe

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12Mbese rya senga ry'intare riri he? Ibyana by'intare ni ho byiberaga, n'igihe yabaga
yagiye guhiga, ntibigire ikibihungabanya!

13Intare yacagaguraga umuhigo ikagaburira ibyana byayo, yawutanyaguriraga
n'ingore zayo; yuzuzaga ibyo yishe mu buvumo bwayo, no mu masenga yayo inyama
yacagaguye.

14Noneho dore ndakwibasiye, uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuze.
Amagare yawe y'intambara nzayahindura umwotsi, ibyana by'intare byawe
mbitsembeshe inkota. Nzakubuza ibyo wasahuraga ku isi yose, n'ijwi ry'intumwa
zawe ntirizongera kumvikana ukundi.

## Nahumu 3

### Umugi wamenaga amaraso ugabijwe abawurimbura

1Ugushije ishyano, mugi umena amaraso, ukaba wuzuye ubujura n'urugomo,
ntunahweme kunyaga iby'abandi!

2Nimwumve urusaku rw'ikiboko n'urw'inziga zikocagurana, imirindi y'amafarasi
n'umuvuduko w'amagare y'intambara.

3Abanyamafarasi biteguye kurasa, inkota ziragurumana nk'amafumba, amacumu
ararabya nk'umurabyo. Abapfuye ni benshi, imirambo irandagaye hose, intumbi
ntizibarika, baragenda bazisitaraho!

4Ibyo byose ubitewe n'uburaya bwawe bukabije, wowe, mupfumukazi wabuhiriye
ukagira n'uburanga butangaje, ugashikamira amahanga n'ubwo buhabara bwawe,
n'ibihugu ukabyicisha uburetwa kubera ubupfumu bwawe.

5Noneho dore ndakwibasiye, uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo ubivuze,
nzazamura ingutiya yawe kugera ku gahanga, kugira ngo nkwambike ubusa imbere
y'amahanga, n'ibihugu mbyereke ubwambure bwawe.

6Nzakujugunyaho imyanda, nkugire akarorero, kugira ngo ukorwe n'ikimwaro,

7maze ugukubise amaso wese, ahunge avuza induru, agira ati «Ninivi yarimbutse!»
Ni nde uzayigirira impuhwe? Ni ko se, uzavana he abaguhumuriza?

### Ninivi izaba aka Tebesi

8Waba se hari icyo urusha Tebesi , wa mugi wubatse hagati y'imiyoboro ya Nili,
ugakikizwa n'amazi impande zose, uruzi rukawubera inkike iwurinda?

9Kushi na Misiri ni byo wishingikirizaga buri gihe, Puti n'Abanyalibiya baragiranye
na wo amasezerano.

10Nyamara abaturage bawo barafashwe, bajyanwa bunyago; abana bawo
b'ibitambambuga bicirwa mu mayira yose, abanyacyubahiro bawo bagabanywa
ababatsinze, hakoreshejwe ubufindo, n'abatware bawo bose baboheshwa

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

iminyururu.

11Nawe rero uramukiwe no gusinda ukarohama! Uzahatirwa gushakira hose ubuhungiro kugira ngo ucike umwanzi!

### Ninivi ntizashobora kwirwanaho

12Ibigo byawe bikomeye byose bimeze nk'imitini iriho imbuto zihishije; iyo bayinyeganyeje na gatoya, imbuto zihungukira mu kanwa k'uzirya.

13Reba abantu usigaranye: bifashe rwose nk'abagore! Amarembo y'igihugu cyawe yugururiwe abanzi, umuriro watwitse ibihindizo byawe.

14Nimuvome amazi, uyabikire igihe uzaba ugoswe; komeza inkike zikuzitiye, jya gushaka ibumba, urikate maze ubumbe amatafari.

15Nyamara ni ho umuriro uzagutwikira, inkota igutsembe, kabone n'iyo waba imbaga nyamwinshi ingana n'isanane cyangwa n'inzige.

### Abatuye i Ninivi bose bazatatana

16Wigwijeho abacuruzi baruta inyenyeri zo mu kirere, none bose barayoyotse nk'inzige zigurutse.

17Abarinzi bawe bari benshi nk'inzige, abagenzuzi bawe ari nk'irumbo ry'isanane; zihumbitse ku gihuru kubera ubukonje, nyamara iyo izuba rirashe, zose ziraguruka, ntihagire umenya n'aho zihungiye.

### Amakuba atagira igaruriro

18Mbe, mwami wa Ashuru, abatware bawe ko bahunyiza, intwari zawe zikaba zisinziriye! Imbaga yawe yatataniye mu misozi, kandi nta muntu n'umwe uri bubakoranyirize hamwe!

19Amakuba yawe ntagira igaruriro, ibikomere byawe ntibishobora gukira. Uwumvise akaga urimo wese aravuza impundu, ariko kandi ni mu gihe: none se ni nde utigeze ugirira nabi?

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Habakuki 1

1Dore ubutumwa bwashyikirijwe umuhanuzi Habakuki, mu ibonekerwa.

### UMUHANUZI ABAZA IMANA, IKAMUSUBIZA

#### Umuhanuzi atabaza Imana ubwa mbere

2Uhoraho, nzagutabaza kugeza ryari, utanyumva, ko ngutakambira merewe nabi, ntunkize?

3Ni kuki ungaragariza ubuhemu, waba se ushyigikiye ubushikamirwe ? Nta kindi nkibona kitari ukurimbuka n'urugomo, ahantu hose hari impaka n'amahane!

4Amategeko ntagikurikizwa, ubutabera bwarapfukiranywe, kuko umugiranabi ashikamira intungane; bityo ubutabera bw'iki gihe bukaba ibinyoma bisa.

#### Igisubizo cy'Imana: igitero cy'Abakalideya

5Nimurebe ishyano rigwiririye amahanga maze mwumirwe; kuko icyo ngiye gukora guhera ubu, mutari bucyemere, kabone n'aho hagira ukibabwira!

6Ngaha ngiye guhagurutsa Abakalideya, iryo hanga ritagira impuhwe, kandi ry'irinyamaboko, rizenguruke isi yose, kugira ngo ryigarurire ibihugu bitari ibyaryo.

7Ni ihanga riteye ubwoba kandi ryihagazeho, imbaraga zaryo zituma nta we urihangara.

8Amafarasi yabo yihuta kurusha ingwe, akarusha ibirura bya nijoro kunyaruka. Abanyamafarasi babo bariho barasimbuka, ngabo baturutse kure baguruka nka kagoma yihutira gufata icyo irya.

9Bose icyarimwe bazanywe no kugira nabi, ngabo baraje baromboreje imbere yabo; barundanyije imfungwa zingana n'umusenyi!

10Ni abantu badakangwa abami, bagasuzugura abategetsi; bahinyura ibigo byose bikomeye, ahubwo bakarundarunda igitaka imbere yabyo, ari cyo bazamukiraho, bakabyigarurira.

11Baragenda nk'umuyaga w'inkubi, bakihutira kujya n'ahandi kuhayogoza; imbaraga zabo ni zo bagize imana yabo.

#### Umuhanuzi atabaza Imana ubwa kabiri

12Uhoraho, kuva mu ntangiriro se si wowe Mana yanjye, Nyir'ubutagatifu wanjye kandi utazapfa bibaho? Uhoraho, washyizeho uwo mwanzi ngo aducire urubanza, uramukomeza, wowe Rutare, kugira ngo aduhane.

13Nyamara se, ko amaso yawe azira inenge, washobora ute kwitegereza ikibi, no kwihanganira akarengane? Ni kuki ukomeza kwirengagiza amahano akorwa

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'abagambanyi, ukicecekera igihe umugiranabi aconcomera umurusha ubutungane?

14Abantu ubagenzereza nk'amafi yo mu nyanja, mbese nk'ibikururuka mu mazi bitagira umutware!

15Abo bose umwanzi azabarobesha ururobo, abafatire mu rushundura rwe, abashyire mu mutego we. Icyo gihe azishima kandi asabagire,

16nuko ature igitambo rwa rushundura rwe, atwikire ububani uwo mutego we, kuko ari byo akesha kurya ibitubutse kandi byiza.

17Mbese azareka ryari gufatira amahanga mu rushundura rwe, ngo akomeze kuyatsemba nta mbabazi?

## Habakuki 2

1Jyewe rero ngiye gukomera ku izamu ryanjye, nkomeze mpagarare hejuru y'inkike; nzagenzure kugira ngo numve icyo Imana izambwira, mbese igisubizo izampa kuri aya magambo yanjye.

### Igisubizo cy'Imana: intungane izabaho

2Nuko Uhoraho ansubiza, agira ati «Andika iby'iri bonekerwa, ubishyire ku tubaho, maze babashe kubisoma neza.

3Gusa iby'iri bonekerwa bizaza mu gihe cyagenwe, ni bwo byose bizuzuzwa nta kabuza; n'aho ryatinda kandi uzaritegereze, kuko rizaza ku gihe cyaryo nta gihindutse!

4Ni koko, azarimbuka umuntu wuzuye ubwirasi, naho intungane izabeshwaho n'ubudahemuka bwayo.»

## ABASAHUZI BARAKAVUMWA

5Ni ukuri koko, ubukungu bukabije buvamo kurimbuka! Umuntu wikuza ntajya aguma hamwe, ahubwo umuhogo we awagura nk'ukuzimu, akamera nk'urupfu rutigera ruhaga! Akoranyiriza amahanga yose iruhande rwe, n'imiryango yose akayiyegereza!

6Uwo muntu se, abandi ntibazamuciraho imigani, bose bakamusekera icyarimwe, bagira bati:

### Imivumo itanu

Ariyimbire, uwigwizaho ibitari ibye, (ariko se azageza ryari?) akikungaharisha ibintu bitabarika yatseho amakoro!

7Aho abo ubereyemo umwenda ntibagiye guhaguruka bwangu, abagukura umutima na bo bagakanguka? Nyamara ntuzabava mu nzara!

8Nk'uko wasahuye amahanga atagira ingano, abasigaye bose b'iyo miryango


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bazagusahura; kuko wamennye amaraso y'abantu, ugahungabanya igihugu, umurwa n'abawutuye bose.

9Ariyimbire ushyingura mu nzu ye ibyo yambuye, agatekereza kwarika icyari cye hejuru cyane, kugira ngo azahungireyo icyago!

10Ibyo wiyemeje ni urukozasoni rw'umuryango wawe: igihe warimburaga amahanga atagira ingano, wikururiye ibyago wowe ubwawe.

11Ni ukuri koko, ibuye ryubatse urukuta rizatabaza, maze rizasubizwe n'igiti cyo mu gisenge cy'inzu.

12Ariyimbire uwubaka umugi hejuru y'amaraso, agashingira umurwa ku bugome!

13Mbese ye, ibi ntibyaturutse kuri Uhoraho, Umugaba w'ingabo, igihe avuze ati «Ibihugu biragokera umuriro n'amahanga aravunwa n'ubusa»,

14kuko isi yose izasakarwamo n'ubumenyi bw'Uhoraho, nk'uko amazi asendera inyanja.

15Ariyimbire unywekesha mugenzi we, akavanga inzoga n'uburozi kugeza ko amusindisha, agashimishwa no kumureba yambaye ubusa!

16Wihagije ibikozasoni aho kwiha ikuzo, ubu rero ni igihe cyawe cyo gusinda ukiyambika ubusa, kuko inkongoro iri mu kiganza cy'iburyo cy'Uhoraho none ikaba igiye kugucubanurirwaho, maze ikuzo ryawe rikaguhindukiramo ikimwaro!

17Ni ukuri koko, urugomo wagiriye Libani ruzakugaruka, no kuba wararimbuye inyamaswa zayo, uzabiryozwe, bitewe n'uko wamennye amaraso y'abantu, ugahungabanya igihugu, umurwa n'abawutuye bose.

19Ariyimbire ubwira ingiga y'igiti, ati «Haguruka», akabwira ibuye ritavuga, ati «Kanguka», nyamara ntibigire icyo bimusubiza! Yego na none, bisize zahabu na feza, ariko nta mwuka ubirimo!

18Rimaze iki, ishusho ribajwe n'umunyabukorikori, cyangwa iricuzwe mu muringa, rigahanura ibinyoma? Uwayakoze yashobora ate kuyiringira, kandi ari ibigirwamana bitavuga?

20Nyamara Uhoraho ari mu Ngoro ye ntagatifu: isi yose niceceke imbere ye!

## Habakuki 3

### UHORAHO NABANGUKIRE GUTABARA

1Isengesho ry'umuhanuzi Habakuki, rimeze nk'amaganya.

2Uhoraho, numvise ibigwi byawe, birantangaza! Uhoraho, ongera ugenze utyo no muri iki gihe! Ibikorwa byawe bimenyekanye no mu minsi turimo; ariko mu burakari bwawe uribuke no kugira imbabazi!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Imana iturutse i Temani, Nyir'ubutagatifu aturutse ku musozi wa Parani. Ubwamamare bwe bwakwiriye ijuru, ibisingizo bye byuzura isi.

4Ububengerane bwe burakirana nk'urumuri, imirasire nk'iy'izuba isohotse mu kiganza cye, ni na yo ububasha bwe bwihishemo.

5Icyorezo kiragenda imbere ye, naho indwara iramukurikiye.

6Arahagaze, isi ihinda umushyitsi, arebye, akangaranya amahanga. Imisozi yahozeho iratengagurika, utununga twa kera turarigita, izo ni zo nzira ze za kera!

7Nabonye amahema y'i Kushani ari mu kaga, amazu yo mu gihugu cya Madiyani ahinda umushyitsi!

8Uhoraho, waba se wararakariye inzuzi, cyangwa se umujinya wawuterwa n'inyanja , ku buryo ugendera ku mafarasi yawe, no ku magare y'indatsimburwa?

9Umuheto wawe wawujishuye, injishi yawo uyihaza imyambi yica; isi yose wayisatagurishije imigezi.

10Imisozi irakubona igahinda umushyitsi, amasumo y'amazi akadudubiza, ukuzimu kugatakamba, gushyize amaboko ejuru.

11Izuba n'ukwezi bihagaze mu mwanya wabyo, bihunga icyezezi cy'imyambi yawe iguruka, n'imirabyo y'icumu ryawe.

12Mu burakari bwawe uzenguruka isi, unyukanyuka amahanga n'umujinya wawe.

13Wazanywe no gukiza umuryango wawe, unakiza uwo wisigiye amavuta y'ubutore. Wasambuye inzu y'umugome, urayisenya kugeza ku mfatiro zayo.

14Wahinguranyije umugaba w'ingabo ze n'amacumu ye bwite, kandi bari bahuruye, bishimiye kudutatanya, bameze nk'abaremye igico, kugira ngo baconcomere umunyabyago.

15Wavogereye inyanja n'amafarasi yawe, rwagati mu muvumba w'amazi menshi.

16Narabyumvise maze nkuka umutima, iyo nkuru ituma iminwa yanjye ihinda umushyitsi, ingingo zanjye ziratatana, amaguru yanjye aradandabirana. Nyamara ntegereza nitonze uwo munsi w'amakuba, ugiye kugwirira ihanga ryadushikamiye!

17Ni ukuri koko, umutini ntukirabya indabyo, imizabibu ntikigira imbuto, imizeti yarekeye aho kwera, imirima ntigitanga umusaruro, amatungo magufi yashize mu ngo, nta n'amatungo maremare akirangwa mu biraro.

18Naho jyewe nzahora mu byishimo ku bw'Uhoraho, nzahimbarwe mbikesheje Imana yanjye!

19Uhoraho ni Umutegetsi wanjye n'imbaraga zanjye, ibirenge byanjye abihindura nk'iby'imparakazi, akantambagiza mu mpinga z'imisozi!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Sofoniya

## Sofoniya 1

1 Dore ijambo Uhoraho yabwiye Sofoniya mwene Kushi, mwene Gedaliya, mwene Amariya, mwene Hezekiya; ubwo hakaba igihe Yoziya mwene Amoni, yari umwami wa Yuda.

### UMUNSI W'UHORAHO MURI YUDA

#### Imana igiye guhana isi yose

2 Ngiye gutsemba ibiri ku isi byose, uwo ni Uhoraho ubivuze.

3 Nzatsemba abantu n'inyamaswa, inyoni zo mu kirere n'amafi yo mu nyanja, n'abagome bose mbatere gutsitara; koko, nzarimbura abantu ku isi! Uwo ni Uhoraho ubivuze.

#### Imana igiye guhana Yuda na Yeruzalemu

4 Ngiye kuramburira ikiganza cyanjye kuri Yuda, no ku baturage bose ba Yeruzalemu; mpatsembe abasigaye mu basengaga Behali, kimwe n'izina ry'abaherezabitambo bayo.

5 Nzatsemba aburira hejuru y'amazu kugira ngo bapfukamire ingabo zo mu ijuru, kimwe n'abapfukamira Uhoraho, bakirahira imana yabo Milikomu.

6 Nzatsemba abirengagije Uhoraho, batakimushakashaka kandi ntibamugishe inama.

7 Nimuceceke imbere ya Nyagasani Uhoraho, kuko umunsi w'Uhoraho wegereje! Ni koko, Uhoraho yateguye igitambo, anatagatifuza abatumirwa be.

8 Bityo rero, ku munsi w'igitambo cy'Uhoraho, nzahana abategetsi n'abatware; kimwe n'abambara nk'abanyamahanga bose.

9 Uwo munsi nzahana abazamuka amadarajya (y'umwami ), maze inzu y'umutegetsi wabo bakayuzuza ibivuye ku rugomo no ku buhendanyi.

10 Uwo munsi — uwo ni Uhoraho ubivuze — ku Irembo ry'amafi hazumvikana induru, mu Mugi mushya hacure umuborogo, ku musozi humvikane urusaku rukaze!

11 Nimuboroge, mwe abatuye mu karere k'epfo, kuko inyoko y'abacuruzi yatsiratsijwe, n'abapimaga feza bose bakaba batsembwe!

12 Icyo gihe nyine, nzanyura muri Yeruzalemu hose, nifashishije amafumba y'umuriro, kugira ngo ntahure abasutamye ku mwanda wabo, maze bakibwira mu mutima wabo bati «Uhoraho nta cyo akora, ari icyiza ari n'ikibi.»

13 Nuko rero, ubukungu bwabo buzagabizwa abasahuzi, n'amazu yabo asenywe; bubatse amazu ariko ntibazayaturamo, bahinze imizabibu, ariko ntibazanywa divayi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

yayo.

### Umunsi w'Uhoraho

14Umunsi ukomeye w'Uhoraho uregereje, uri hafi kandi uraje bwangu! Mbega imiborogo ikakaje izaba ku munsi w'Uhoraho, ku buryo n'intwari ubwazo zizatabaza!

15Uwo munsi uzaba umunsi w'uburakari, umunsi w'amakuba n'agahinda, umunsi w'akaga n'ukurimbuka, umunsi w'umwijima n'icuraburindi, umunsi w'igihu n'ibicu byijimye,

16umunsi w'urusaku rw'ihembe n'induru y'intambara, kuko ari bwo bazatera imigi ikomeye n'iminara miremire yo ku nkike zayo.

17Nzagusha abantu mu makuba, barindagire nk'impumyi, kuko bacumuye kuri Uhoraho; amaraso yabo azanyanyagizwa nk'umukungugu, intumbi zabo zijugunywe nk'imyanda.

18Ari feza, ari na zahabu yabo, nta kizashobora kubagobotora. Ku munsi w'uburakari bw'Uhoraho, isi yose izakongorwa n'umuriro w'ugufuha kwe! Koko, agiye gutsemba anarimbure burundu abatuye isi bose.

## Sofoniya 2

### Ngaho nimugarukire Uhoraho!

1Nimwisuganye, bantu mutagira isoni, ngaho nimwisuganye,

2mbere y'uko mutumurwa mu munsi umwe, nk'umurama utwawe n'umuyaga, mbere y'uko mugwirirwa n'umujinya ukaze w'Uhoraho, mukagwiririrwa n'umunsi w'uburakari bwe!

3Ahubwo, nimushakashake Uhoraho, mwebwe, abiyoroshya bo ku isi mwese, mugakurikiza amategeko ye! Ngaho, nimuharanire ubutungane n'ubwiyoroshye; ahari byazabaviramo kubona aho mwikinga, ku munsi w'uburakari bw'Uhoraho!

## AMAHANGA ABURIRWA

### Abanzi b'iburengerazuba: Abafilisiti

4Koko rero, Gaza igiye gutereranwa, Ashikeloni itsiratsizwe, Ashidodi izameneshwa amanywa ava, naho Ekironi irimburwe.

5Muriyimbire, baturage bo ku nkengero y'inyanja, mwebwe, hanga ry'Abanyakireta ! Ijambo ry'Uhoraho rirakwibasiye, wowe Kanahani, rigira riti «Gihugu cy'Abafilisiti, ngiye kukumaraho abaturage!»

6Ku nkengero y'inyanja hazahinduka urwuri, habe igikingi cy'abashumba n'ibiraro by'amatungo,

7kandi hegurirwe abasigaye bo mu nzu ya Yuda. Bazaza kuharagira amatungo yabo,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ku mugoroba baruhukire mu mazu ya Ashikeloni; kuko Uhoraho, Imana yabo, azabibuka akabakiza bundi bushya.

### Abanzi b'iburasirazuba: Mowabu n'Abahamoni

8Numvise ibitutsi bya Mowabu n'agasuzuguro ka bene Hamoni, igihe batutse umuryango wanjye, bakikuza barenga imbago z'igihugu cyabo.

9Ni yo mpamvu mbirahije ubugingo bwanjye, uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, Imana ya Israheli, ubivuze: Mowabu izahinduka nka Sodoma, bene Hamoni bamere nka Gomora; hazaba ahantu h'ibihuru by'amahwa, igisimu cy'umunyu n'amatongo y'iteka ryose. Abasigaye bo mu muryango wanjye bazahasahura, abacitse ku icumu b'ubwoko bwanjye bahahabweho umurage.

10Ngicyo igihembo cy'ubwirasi bwabo, kuko batutse umuryango w'Uhoraho, Umugaba w'ingabo, bakikuza barengera imbago zawo.

11Uhoraho azabatera gukangarana bikabije, atsembe n'ibigirwamana byose by'isi, maze amahanga yose ya kure azamupfukamire, buri hanga mu gihugu cyaryo.

### Abanzi bo mu majyepfo n'abo mu majyaruguru: Kushi na Ashuru

12Namwe rero, Banyakushi: «Inkota yanjye izabahinguranya.»

13Uhoraho azaramburira ikiganza cye ku majyaruguru maze atsembe Ashuru ; Ninivi azayihindura amatongo, yumagatane nk'ubutayu.

14Amatungo kimwe n'inyamaswa z'amoko yose bizayibyagiramo; igihunyira n'ikinyogote bizarara hejuru y'inkingi zayo, bazabyumve bihumira mu madirishya. Guhera mu irebe ry'umuryango hazaba amatongo, amasederi y'igisenge asigarire aho.

15Nguko uko uzamera, umugi w'ibyishimo wahoranaga ituze, ukibwira uti «Ni jye uriho, nta wundi!» Waba se uhindutse ute amatongo n'isenga ry'inyamaswa? Uhanyuze wese aratangara, akahamama n'ikiganza.

## Sofoniya 3

## YERUZALEMU NA YO IBURIRWA

1Uwo mugi w'ikirara uriyimbire, wo wahindanye kandi ugategekesha igitugu!

2Ntiwumvise ijwi riwuhamagara cyangwa ngo ukurikize amabwiriza; ntiwigeze wiringira Uhoraho, ntiwegera n'Imana yawo.

3Abatware bawo ni nk'intare zitontomera rwagati muri wo, abacamanza bawo bakamera nk'ibirura bihiga iyo ijoro rikubye, ntibiraze icyo birya bukeye.

4Abahanuzi bawo ni abirasi n'ababeshyi; abaherezabitambo bawo bahindanyije ibintu bitagatifu, barenga no ku mategeko!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Mu mugi rwagati, Uhoraho ni we Ntungane, ntiyigera akora ikibi; uko bukeye atangaza ubutabera bwe, nta munsi n'umwe asiba. Nyamara abagome bo ntibakorwa n'ikimwaro.

6Natsembye amahanga — uwo ni Uhoraho ubivuze — iminara yo ku nkike zabo, ndayisenya, imihanda yabo narayirimbuye nta mugenzi ukihanyura. Koko imigi yabo yahindutse amatongo: nta muntu ukihagera, nta n'uhatuye.

7Ubwo naribwiye nti «Nibura wazanyubaha, wakire amabwiriza yanjye maze aho utuye hoye kurimbuka!» Ariko uko nje ngasanga barushijeho gukora nabi.

8None rero, nimuntegereze — uwo ni Uhoraho ubivuze — ku munsi nzahagurukira kubashinja, kuko niyemeje guhuriza hamwe amahanga, no gukorakoranya ibihugu, kugira ngo mbacubanurireho umujinya wanjye, mbamarireho ubukana bwose bw'uburakari bwanjye, (kuko isi yose uko yakabaye izatsembwa n'umuriro w'ugufuha kwanjye.)

## AMAHIRWE YASEZERANYWE

### Imana izahindura abanyamahanga

9Koko rero, nzahindura abanyamahanga bazire ubwandure, kugira ngo bose bazambaze izina ry'Uhoraho, bamukorere n'amatwara amwe.

10Ndetse no hakurya y'inzuzi z'i Kushi, abansenga bazanzanira amaturo yabo.

### Israheli izahinduka umuryango wiyoroshya

11Uwo munsi ntuzaba ukimwazwa n'ibikorwa bibi byose wankoreye, kuko icyo gihe nzaba nakuvanyemo abirasi bikuza, bityo ukazarekera aho kwiyemera ku musozi wanjye mutagatifu.

12Nzagusigamo umuryango wiyoroshya , ukanicisha bugufi, ukazashakira ubuhungiro mu izina ry'Uhoraho.

13Abasigaye bo muri Israheli ntibazongera gucumura ukundi, cyangwa ngo bavuge ibinyoma; ururimi rubeshya ntiruzongera kumvikana ku kanwa kabo, ahubwo bazarya kandi baruhuke nta we ubatera intugunda.

### Ivugururwa rya Yeruzalemu

14Rangurura ijwi wishimye, mwari w'i Siyoni! Israheli, hanika uririmbe! Ishime, uhimbarwe, mwari w'i Yeruzalemu!

15Uhoraho yakuvanyeho imanza zari zigushikamiye, yirukanye abanzi bawe! Umwami wa Israheli, Uhoraho ubwe, akurimo rwagati; ntuzongera ukundi gutinya icyago.

16Uwo munsi bazabwira Yeruzalemu, bati «Witinya, Siyoni! Ibiganza byawe nibireke gucika intege!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17Uhoraho Imana yawe akurimo rwagati, ni we Ntwari ikiza! Azishima cyane ku mpamvu yawe, mu rukundo rwe azakuvugurura; azabyina kandi azarangurure ijwi kubera wowe,

18mbese nko mu byishimo by'iminsi mikuru.»

### Abatataniye mu bihugu bya kure bazagaruka

Nakuvanyeho icyitwa icyago cyose ngo udakomeza gukorwa n'ikimwaro.

19Icyo gihe nzatsemba abakurenganya bose, nzavure intama zavunitse, nkorakoranye izari zatannye. Nzabahesha icyubahiro n'ubwamamare, mu bihugu byose basuzuguriwemo.

20Icyo gihe nzabagarura, mbakoranyirize hamwe, maze izina ryanyu rizamamare hose, kandi mbubahishe mu bihugu byose byo ku isi, nimara kubavugurura mubyirebera ubwanyu, uwo ni Uhoraho ubivuze.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Hagayi

## Hagayi 1

### Igihe cyo kongera kubaka Ingoro cyageze

1 Mu mwaka wa kabiri Dariyusi ari ku ngoma, ku munsi wa mbere w'ukwezi kwa gatandatu, ijambo ry'Uhoraho ribwirwa Zorobabeli mwene Sheyalitiyeli, umutware wa Yuda, na Yozuwe mwene Yehosadaki, umuherezabitambo mukuru, barimenyeshejwe na Hagayi umuhanuzi, agira ati

2 «Uhoraho, Umugaba w'ingabo, avuze atya: Aba bantu baravuga bati 'Igihe cyo kongera kubaka Ingoro y'Uhoraho ntikiragera !'»

3 Nuko Uhoraho atuma Hagayi umuhanuzi, ngo abasubize muri aya magambo:

4 «Ese mwebwe murabona ari igihe cyo kwibera mu mazu yanyu ameze neza, kandi iriya Ngoro y'Uhoraho yarabaye amatongo?

5 Noneho rero, Uhoraho, Umugaba w'ingabo, avuze atya: Nimuzirikane neza ibyababayeho!

6 Mwabibye byinshi ariko musarura bike; murarya ariko ntimwijuta; muranywa ariko inyota ikaba yose; murambara ariko ntimushire imbeho! Koko uwakoze yarahembwe, ariko inyungu ayibika mu mufuka utobotse!

7 Uhoraho, Umugaba w'ingabo, avuze atya: Nimuzirikane neza ibyababayeho!

8 Ngaho nimuzamuke ku misozi, muzane ibiti maze mwongere mwubake Ingoro, kugira ngo mbone kuyishimiramo no kuyigaragarizamo ikuzo ryanjye; uwo ni Uhoraho ubivuze.

9 Mwari mwizeye kubona byinshi, ariko umusaruro uba muke; mumaze no kuwugeza mu ngo zanyu nawuhushyeho uranyanyagira, uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuze. Ibyo se byatewe n'iki? Byatewe n'uko Ingoro yanjye yabaye amatongo, naho buri muntu muri mwe ashishikajwe no kwiyubakira inzu ye.

10 Ni cyo cyatumye ijuru ribafungira imvura, n'isi ikabangira kwera imbuto.

11 Nateje amapfa ku butaka no ku misozi, mu mirima y'ingano, ku mizabibu, ku biti by'imizeti no ku kimera cyose ku isi: abantu barakakaye kimwe n'inyamaswa, n'ibyo mwakoze bipfa ubusa.»

12 Nuko Zorobabeli mwene Sheyalitiyeli, na Yozuwe mwene Yehosadaki, umuherezabitambo mukuru, hamwe n'abari basigaye bose b'umuryango bumva ijwi ry'Uhoraho, Imana yabo, n'amagambo Hagayi umuhanuzi yababwiye, akurikije ubutumwa Uhoraho, Imana yabo, yari yamuhaye; maze rubanda ruhinda umushyitsi imbere y'Uhoraho.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Ubwo Hagayi, intumwa y'Uhoraho, abwira rubanda uko Uhoraho yamutumye, agira ati «Ndi kumwe namwe, uwo ni Uhoraho ubivuze.»

14Nuko Uhoraho akangura umutima wa Zorobabeli mwene Sheyalitiyeli, umutware wa Yuda, n'uwa Yozuwe mwene Yehosadaki, umuherezabitambo mukuru, hamwe n'abasigaye boseb'umuryango; baraza batangira imirimo yo kubaka Ingoro y'Uhoraho, Imana yabo.

15Ubwo hari ku munsi wa makumyabiri n'ine w'ukwezi kwa gatandatu.

### Ikuzo ry'Ingoro nshya

Mu mwaka wa kabiri umwami Dariyusi ari ku ngoma,

## Hagayi 2

1ku munsi wa makumyabiri n'umwe w'ukwezi kwa karindwi, ijambo ry'Uhoraho ribwirwa umuhanuzi Hagayi, ngo

2«Bwira Zorobabeli mwene Sheyalitiyeli, umutware wa Yuda, na Yozuwe mwene Yehosadaki, umuherezabitambo mukuru, hamwe n'abasigaye bose b'umuryango, uti

3'Ni nde muri mwe uko mukiriho, wigeze kubona iyi Ngoro mu ikuzo ryayo rya kera? Ubu se bwo murabona imeze ite? Mu maso yanyu se, ntimeze nk'akantu k'ubusabusa ?

4Noneho rero, uwo ni Uhoraho ubivuze, komera, Zorobabeli! Ukomere nawe, Yozuwe mwene Yehosadaki, umuherezabitambo mukuru! Mukomere namwe, rubanda mwese mutuye igihugu! Uwo ni Uhoraho ubivuze. Nimutangire imirimo kuko ndi kumwe namwe, uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuze.

5Nk'uko nabibasezeranyije igihe mwavaga mu Misiri, umwuka wanjye uzaba uri rwagati muri mwe; ntimutinye!'

6Koko rero, Uhoraho, Umugaba w'ingabo, avuze atya: Hasigaye igihe gito maze ngahubanganya ijuru n'isi, inyanja n'ubutaka.

7Nzahubanganya amahanga yose, ubukungu bwayo buzaze maze iyi Ngoro nyisendereze ikuzo, uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuze.

8Feza ni iyanjye, na zahabu ikaba iyanjye! Uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuze.

9Ikuzo iyi Ngoro izagira mu minsi iri imbere rizasumba kure iryo yahoranye, ni ko Uhoraho avuze, kandi aha hantu nzahagwiza amahoro, uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuze.»

### Hagayi agisha inama abaherezabitambo

10Mu mwaka wa kabiri umwami Dariyusi ari ku ngoma, ku munsi wa makumyabiri n'ine w'ukwezi kwa cyenda, Uhoraho abwira umuhanuzi Hagayi iri jambo, ati

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11«Uhoraho, Umugaba w'ingabo, avuze atya: Sanga abaherezabitambo bagusobanurire iki kibazo gikurikira:

12Hagize umuntu utwara inyama yatagatifujwe mu kinyita cy'umwambaro we, noneho uwo mwambaro we ugakora ku mugati, ku mboga, kuri divayi, ku mavuta cyangwa ku kiribwa kibonetse cyose, ese na byo byaba bitagatifujwe?» Abaherezabitambo barasubiza bati «Oya!»

13Hagayi arongera ati «Hanyuma se umuntu wahumanyijwe n'uko akoze ku ntumbi, akoze kuri kimwe muri ibyo bintu, icyo akozeho cyaba gihumanye?» Abaherezabitambo barasubiza bati «Icyo kintu kizaba gihumanye!»

14Hagayi ni ko kuvuga ati «N'uyu muryango ni ko umeze! Iri hanga riri imbere yanjye ni ko riteye! Uwo ni Uhoraho ubivuze. Ibivuye ku murimo w'amaboko yabo na byo ni ko bimeze, kandi n'ibyo batura na byo byarahumanye!

### Guhera uyu munsi nimube abashishozi

15Noneho rero, guhera uyu munsi nimushishoze neza, ndetse no mu bihe bizaza. Mbere y'uko batangira kurunda amabuye yo kubaka Ingoro y'Uhoraho,

16mwari mumerewe mute? Umuntu yajyaga ku mbuga yizeye ko ahakura ibitebo makumyabiri by'ingano, akahasanga icumi gusa, n'uwataze mu rwengero yizeye kuzarura ibibindi mirongo itanu, agasangamo makumyabiri gusa.

17Narabahannye, nangiza ibyo mwakoresheje amaboko yanyu byose mbiteza nkongwa, kagungu n'urubura, ariko mwanga kungarukira, uwo ni Uhoraho ubivuze.

18None rero, nimushishoze neza guhera uyu munsi ndetse no mu bihe bizaza; mbese kuva ku munsi wa makumyabiri n'ine w'ukwezi kwa cyenda, ari na wo munsi batangiyeho kubaka Ingoro y'Uhoraho, maze mushishoze neza uko bizabagendekera:

19Kuva ubu ingano ntizizongera gushira mu bigega, kandi n'umuzabibu, umutini, umukomamanga n'umuzeti ntibizahwema kwera imbuto. Guhera uyu munsi rero, ngiye kubaha umugisha.»

### Amasezerano yagiriwe Zorobabeli, intore y'Uhoraho

20Uhoraho yongera kubwira Hagayi, ku munsi wa makumyabiri n'ine w'uko kwezi, muri aya magambo, ati

21«Bwira Zorobabeli, umutware wa Yuda, uti 'Ngiye guhubanganya ijuru n'isi.

22Ngiye kubirindura intebe z'abami kandi ntsembe ububasha bw'ibihugu by'amahanga; nzabirindura amagare y'intambara n'abayagenderaho; amafarasi n'abayagenderaho bazitura hasi, buri muntu yicwe n'inkota y'umuvandimwe we.

23Uwo munsi nyine, uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuze, nzakujyana wowe,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Zorobabeli mwene Sheyalitiyeli, umugaragu wanjye, uwo ni Uhoraho ubivuze. Nzakugira impeta ishushanyijeho kashe kuko ari wowe nitoranyirije! Uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuze'».

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Zakariya

## Zakariya 1

### Uhoraho ahamagarira Abayisraheli guhinduka

1Mu kwezi kwa munani k'umwaka wa kabiri umwami Dariyusi ari ku ngoma, Uhoraho abwira iri jambo umuhanuzi Zakariya, mwene Berikiya, mwene Ido, agira ati

2«Uhoraho yarakariye cyane abasekuruza banyu.

3Uzababwire uti 'Uhoraho, Umugaba w'ingabo, avuze atya: Nimungarukire — uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuga — nanjye nzabagarukira! Nguko uko Uhoraho, Umugaba w'ingabo, avuze.'

4Ntimugakurikize abasekuruza banyu, bo abahanuzi ba kera babwiye bati 'Uhoraho, Umugaba w'ingabo, avuze atya: Nimuhinduke, muzinukwe imyifatire yanyu mibi n'ibikorwa byanyu bibi'. Ariko bo ntibanyumva kandi ntibanyitaho, uwo ni Uhoraho ubivuze.

5Abasekuruza banyu se bari hehe? Abo bahanuzi baracyariho se?

6Nyamara se, amategeko n'amabwiriza yanjye nashinze abagaragu banjye b'abahanuzi, ntiyageze ku basekuruza banyu? Nuko rero, bisubiyeho maze baravuga bati 'Uhoraho, Umugaba w'ingabo, yaduhannye akurikije imyifatire yacu mibi n'ibikorwa byacu bibi, nk'uko yari yarabigambiriye.'»

### Ibonekerwa rya mbere: amafarasi

7Ku munsi wa makumyabiri n'ine w'ukwezi kwa cumi na kumwe, ari ko Shebati, mu mwaka wa kabiri w'ingoma ya Dariyusi, ijambo ry'Uhoraho ribwirwa umuhanuzi Zakariya, mwene Berikiya, mwene Ido, kuri ubu buryo:

8Iri joro nabonekewe. Mbona umuntu uri ku ifarasi y'igaju, ahagaze mu biti bihumura neza byari mu kabande; inyuma ye hari amafarasi y'amagaju, amasine, imikara n'imyeru.

9Ubwo ndabaza nti «Ibi birasobanura iki se, Nyagasani?' Nuko umumalayika twavuganaga aransubiza ati «Ngiye kukwereka icyo bisobanura.»

10Wa muntu uhagaze mu biti bihumura neza aravuga ati «Abo ni abatumwe n'Uhoraho kuzenguruka isi.»

11Nuko na bo basubiza umumalayika w'Uhoraho wari uhagaze mu biti bihumura neza, bati «Twazengurutse isi, dore isi yose iratuje kandi iri mu mahoro.»

12Umumalayika w'Uhoraho aravuga ati «Uhoraho, Mugaba w'ingabo, uzatinda na ryari kubabarira Yeruzalemu n'imigi ya Yuda, warakariye imyaka mirongo irindwi yose?»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Nuko Uhoraho aha wa mumalayika twavuganaga, igisubizo kibakomeza kandi kikabahumuriza.

14Umumalayika twavuganaga arambwira ati «Tangaza ugira uti ’Avuze atya Uhoraho, Umugaba w’ingabo: Ngirira ishyaka rikomeye Yeruzalemu na Siyoni.

15Ariko na none ndakariye cyane amahanga yiyemera; kuko igihe nari ntarakaye cyane, ayo mahanga yazaga kongerera Israheli amakuba.

16Ni cyo gitumye Uhoraho avuze atya: Ngarukiye Yeruzalemu mbitewe n’impuhwe, hazubakwe bundi bushya Ingoro yanjye, uwo ni Uhoraho, Umugaba w’ingabo, ubivuze, n’inago izaramburirwa kuri Yeruzalemu.’

17Ongera utangaze uti ’Avuze atya Uhoraho, Umugaba w’ingabo: Imigi yanjye iracyabura amahirwe, ariko Uhoraho agiye kongera guhoza Siyoni, kandi yongere yitorere Yeruzalemu.’»

## Zakariya 2

### Ibonekerwa rya kabiri: amahembe n’abacuzi

1Ngo nubure amaso ndabonekerwa: mbona amahembe ane.

2Ni ko kubaza umumalayika twavuganaga nti «Ariya mahembe arasobanura iki?» Aransubiza ati «Ariya ni amahembe yatatanyije Yuda, na Yeruzalemu.»

3Hanyuma Uhoraho anyereka abacuzi bane.

4Nuko ndabaza nti «Aba se bo baje kumara iki?» Aransubiza ati «Amahembe wabonye ni yo yatatanyije Yuda ntihagira n’ubyutsa umutwe. None aba bacuzi baje kujegeza no gukura amahembe y’ayo mahanga, yahagurukiye gutatanya igihugu cya Yuda.»

### Ibonekerwa rya gatatu: inago yo gupimisha

5Ngo nubure amaso ndabonekerwa: mbona umuntu ufashe mu kiganza inago yo gupimisha.

6Ndamubaza nti «Uragana he?» Aransubiza ati «Ngiye gupima Yeruzalemu, kugira ngo menye ubugari n’uburebure bwayo.»

7Nuko wa mumalayika twavuganaga aratambuka, undi mumalayika aza amusanganiye.

8Aramubwira ati «Irukanka ubwire uriya musore uri hariya, uti ’Yeruzalemu igomba kuba umugi utagira inkike, kubera ubwinshi bw’abantu n’amatungo bizawubamo.

9Ubwo nanjye nzaba nywurwanaho, uwo ni Uhoraho ubivuze, nzawubere inkike y’umuriro kandi mbe n’ikuzo ryawo muri wo nyirizina.’»

### Uhoraho ahamagara abajyanywe bunyago

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Ngaho, vuba na vuba! Nimuve mu gihugu cy'amajyaruguru — uwo ni Uhoraho ubivuze — kuko nari narabatatanyirije mu byerekezo bine by'ikirere! Uwo ni Uhoraho ubivuze.

11Siyoni , ngaho hunga, wowe utuye i Babiloni!

12Uhoraho, Umugaba w'ingabo, we wanyohereje n'ububasha, abwiye atya amahanga yabanyaze: Ni koko, ubakozeho ni jyewe ubwanjye aba akoze mu jisho.

13Dore abo banyamahanga, ngiye kubacyamuriraho ikiganza cyanjye, kugira ngo bahinduke umunyago w'abacakara babo, maze mumenyereho ko ari Uhoraho, Umugaba w'ingabo, wantumye.

14Sabagizwa n'ibyishimo, uhimbarwe, mwari w'i Siyoni, kuko nje kuguturamo rwagati, uwo ni Uhoraho ubivuze.

15Uwo munsi, amahanga menshi azayoboka Uhoraho: ahinduke umuryango wanjye bwite ntuyemo nyirizina, maze uzamenyereho ko ari Uhoraho, Umugaba w'ingabo, wakuntumyeho.

16Uhoraho azigarurira Yuda nk'umurage we uzatura mu gihugu gitagatifu, yitorere bundi bushya Yeruzalemu.

17Buri kinyamubiri cyose nigiceceke imbere y'Uhoraho, kuko abadutse, akaba asohotse mu Ngoro ye ntagatifu.

## Zakariya 3

### Ibonekerwa rya kane: Yozuwe, umuherezabitambo mukuru

1Hanyuma Uhoraho anyereka Yozuwe, umuherezabitambo mukuru, wari uhagaze imbere y'umumalayika w'Uhoraho, ariko Sekibi akaba ahagaze iburyo bwe kugira ngo amurege.

2Umumalayika w'Uhoraho abwira Sekibi, ati «Uhoraho agucecekeshe, wowe Sekibi! Ni koko, Uhoraho, we wihitiyemo Yeruzalemu, nagucecekeshe! Naho uriya muntu se, si igishirira cyaruwe mu ziko?»

3Yozuwe yari ahagaze imbere y'umumalayika, yambaye imyambaro yahindanye.

4Umumalayika abwira abari bahagaze imbere ye, ati «Nimumwambure iyo myambaro yahindanye.» Hanyuma abwira Yozuwe, ati «Dore nagukijije icyaha cyawe kandi bakwambike imyambaro y'umunsi mukuru.»

5Yungamo ati «Nibashyire mu mutwe wawe igitambaro gifite isuku.» Bamushyira igitambaro gifite isuku mu mutwe, baranamwambika. Ubwo umumalayika w'Uhoraho na we yari ahagaze aho.

6Nuko umumalayika w'Uhoraho abwira Yozuwe, ati


© 2012, Bible Society of Rwanda.

7«Uhoraho, Umugaba w'ingabo, avuze atya: Nugendera mu nzira zanjye, ugakurikiza amategeko yanjye, uzategeka Ingoro yanjye kandi urinde n'ibikari byanjye; nzaguha n'umwanya mu bahagaze hano.»

### Imana igiye kuzana umugaragu wayo «Mumero »

8Tega amatwi, wowe Yozuwe, umuherezabitambo mukuru, na bagenzi bawe bicaye imbere yawe, kuko abo bantu ari ikimenyetso cy'ibizaza. Dore ngiye kuzana umugaragu wanjye «Mumero».

9Koko rero, dore ibuye nshinze imbere ya Yozuwe. Iryo buye rimwe rukumbi rifite amaso arindwi. Jyewe ubwanjye ngiye kuryandikaho, maze mu munsi umwe mpanagure icyaha cy'iki gihugu, uwo ni Uhoraho, umugaba w'ingabo ubivuze.

10Uwo munsi, uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo ubivuze, muzatumirana kivandimwe mwicare mu nsi y'umuzabibu no mu nsi y'umutini.

## Zakariya 4

### Ibonekerwa rya gatanu: ikinyarumuri n'imizeti

1Umumalayika twavuganaga aza kunkangura nk'umuntu bakangura mu bitotsi.

2Arambaza ati «Urabona iki?» Ndasubiza nti «Ndabona ikinyarumuri gikozwe muri zahabu gusa, kiriho urwabya rw'amavuta, kikabaho n'amatara arindwi n'imiheha irindwi yo gushyira amavuta muri buri tara.

3Ku mpande zacyo zombi hakaba amashami abiri y'imizeti, rimwe iburyo, irindi ibumoso bw'urwabya rw'amavuta.»

4Ndongera mbaza umumalayika twavuganaga, nti «Biriya bisobanura iki se, shobuja?»

5Umumalayika twavuganaga aransubiza ati «Ntuzi icyo biriya bisobanura?» Nuko ndasubiza nti «Oya, shobuja.»

6[a]Arambwira ati

10[b]«Ayo matara arindwi ni amaso y'Uhoraho, yitegereza ibiri ku isi byose.»

11Ndongera ndamubaza nti «Naho se ariya mashami abiri y'imizeti ari iburyo n'ibumoso bw'ikinyarumuri, byo bisobanura iki?»

12Ubwo nungamo nti «Ariya mashami abiri y'imizeti aturukamo amavuta ya zahabu, akanyura mu miheha ibiri ya zahabu, byo bisobanura iki?»

13Arambwira ati «Ntuzi icyo biriya bisobanura?» Ndasubiza nti «Oya, shobuja.»

14Nuko arambwira ati «Ni abantu babiri basizwe amavuta, bahagaze imbere y'Umugenga w'isi yose.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Ubutumwa bwerekeye Zorobabeli

6[b]Umumalayika arambwira ati «Dore ijambo ry'Uhoraho abwiye Zorobabeli: Si ukubera ubutwari cyangwa se ku bw'imbaraga, ahubwo ubikesha Umwuka wanjye, uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuze.

7Uri iki se, wa musozi we muremure? Uzahinduka ikibaya imbere ya Zorobabeli, azakuramo ibuye ry'ifatizo bashimagiza, bagira bati 'Mbega ibuye ryiza! Ni ryiza rwose!»

8Nuko Uhoraho arambwira ati

9«Ibiganza bya Zorobabeli ni byo byashinze ifatizo y'iyi Ngoro, kandi ni na byo bizayuzuza; bityo muzamenye ko ari Uhoraho, Umugaba w'ingabo wantumye.

10[a]Ubwo se ni nde wahinyura intango y'iyo mirimo y'ibanze? Ahubwo bazanezezwe no kubona mu biganza bya Zorobabeli iryo buye ryatoranijwe.»

## Zakariya 5

### Ibonekerwa rya gatandatu: igitabo kiguruka

1Ngo nongere kubura amaso ndabonekerwa: mbona umuzinge w'igitabo kiguruka.

2Umumalayika arambaza ati «Urabona iki?» Ndamusubiza nti «Ndabona umuzinge w'igitabo kiguruka, ufite uburebure bw'imikono makumyabiri, n'imikono icumi y'ubugari.»

3Nuko arambwira ati «Uwo ni umuvumo usatira igihugu cyose. Bityo, nk'uko byanditswe kuri rumwe mu mpande z'uwo muzinge, uwitwa umujura wese azatsembwa mu gihugu, kimwe n'urahira ibinyoma wese nk'uko byanditse ku rundi ruhande.

4Narawohereye, uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuze, kugira ngo usakize inzu y'umujura n'iy'urahira ibinyoma, uhatsimbarare maze uyitwike yose, ibiti n'amabuye bikongoke.»

### Ibonekerwa rya karindwi: umugore mu cyibo

5Umumalayika twavuganaga aregera maze arambwira ati «Ngaho ubura amaso maze urebe kiriya kije.»

6Ndabaza nti «Kiriya se cyo gisobanura iki?» Aransubiza ati «Kiriya kije ni icyibo.» Yungamo ati «Biriya ni ibyaha by'abo mu gihugu cyose.»

7Nuko umutemeri w'icyuma ureguka: mbona umugore wicaye muri cya cyibo.

8Arambwira ati «Uyu ni we bugome.» Hanyuma amutsindagira mu cyibo maze asubizaho umutemeri uremereye w'icyuma.

9Ngo nongere kubura amaso ndabonekerwa: mbona abandi bagore babiri basohoka,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

umuyaga uhuha mu mababa yabo yasaga n'aya nyirabarazana; baterura icyo cyibo bakerereza mu kirere hagati y'isi n'ijuru.

10Ubwo mbaza umumalayika twavuganaga, nti «Kiriya cyibo bakijyanye he?»

11Arambwira ati «Bakijyanye mu gihugu cya Shineyari, ngo bakihubakire ingoro. Iyo ngoro nimara kuzura, bazagitereka aho bazaba bagiteguriye, ubutazahava ukundi.»

## Zakariya 6

### Ibonekerwa rya munani: amagare ane y'intambara

1Nongeye kubura amaso ndabonekerwa: mbona amagare ane y'intambara yanyuraga hagati y'imisozi ibiri, iyo misozi igasa n'umuringa.

2Igare rya mbere ryari riziritse ku mafarasi y'amagaju; irya kabiri ku mafarasi y'umukara;

3irya gatatu ku mafarasi y'umweru; irya kane ku mafarasi y'umutuku.

4Nuko mbaza wa mumalayika twavuganaga, nti «Ibi bisobanura iki se, shobuja?»

5Umumalayika aransubiza ati «Iyo ni imiyaga ine yo mu kirere, iragiye ariko ibanje guhagarara imbere y'Umugenga w'isi yose.»

6Igare rikururwa n'amafarasi y'imikara rigenda ryerekeza mu gihugu cy'amajyaruguru, ay'imyeru agenda akurikiye ayo y'imikara. Amafarasi y'amagaju agenda yerekeje mu majyepfo,

7naho ay'umutuku agenda afite umuhati wo kuzenguruka isi. Uhoraho arayategeka ati «Nimugende muzenguruke isi.» Nuko azenguruka isi.

8Uhoraho arampamagara maze arambwira ati «Itegereze! Ariya agiye mu majyaruguru kururukiriza Umwuka wanjye mu gihugu cyo mu majyaruguru.»

### Yozuwe yambikwa ikamba

9Uhoraho arambwira ati

10«Shyikira aya maturo agenewe abajyanywe bunyago, yatanzwe na Helidayi, Tobiya na Yedaya; ugende ubwawe uyu munsi winjire mu nzu ya Yoshiya, mwene Sefaniya, aho abo bantu bageze bavuye i Babiloni.

11Uzafate feza na zahabu ubikoremo ikamba, uryambike Yozuwe, mwene Yehosadaki, umuherezabitambo mukuru.

12Uzamubwire uti 'Uhoraho, Umugaba w'ingabo, avuze atya: Dore umuntu witwa «Mumero», aho ahagaze hazamera ibintu byose, kandi azubaka Ingoro y'Uhoraho.

13Ni we uzubaka Ingoro y'Uhoraho, ni we uzambara imyambaro y'icyubahiro, akicara ku ntebe ya cyami kugira ngo ategeke. Umuherezabitambo azicarana na we ku ntebe

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ye ya cyami, maze bombi bazahamye icyizere nyakuri hagati yabo... ’

14Naho rya kamba rizaguma mu Ngoro y’Uhoraho, ryubahirize Helidayi, Tobiya, Yedaya na mwene Sefaniya, kandi ribe n’urwibutso rw’ubuntu bagize.

15Bityo rero, n’abari kure bazaza gufasha kubaka Ingoro y’Uhoraho, kandi muzamenya ko Uhoraho, Umugaba w’ingabo, yabantumyeho. Ibyo ariko bizaba nimwumvira uko bikwiye Uhoraho, Imana yanyu.»

## Zakariya 7

### Ibyerekeye gusiba kurya

1Mu mwaka wa kane, umwami Dariyusi ari ku ngoma, ku munsi wa kane w’ukwezi kwa cyenda, ari ko Kisilewu, ijambo ry’Uhoraho ribwirwa Zakariya.

2Ubwo Beteli- Sareseri icyegera cy’umwami, we n’abantu be bohereza intumwa zo kurura Uhoraho, Umugaba w’ingabo,

3no gusiganuza abaherezabitambo bakorera Ingoro y’Uhoraho hamwe n’abahanuzi bagira bati «Mbese ngomba gukomeza kurira no gusiba kurya mu kwezi kwa gatanu, nk’uko nabigenjeje muri iyi myaka yose ?»

### Kudakurikiza ubuhemu bwa kera

4Nuko Uhoraho, Umugaba w’ingabo, arambwira ati

5«Bwira rubanda rwose n’abaherezabitambo uti ’Igihe mwasibaga kurya, mubivanzemo n’amaganya, mu kwezi kwa gatanu n’ukwa karindwi, imyaka mirongo irindwi yose, uko gusiba se, ni jye mwakugiriraga?

6Igihe se mwiriraga kandi mukanywa, si mwe ubwanyu mwiriraga kandi mukinywera?

7Mbese ye, aho ntibyaba ari byo Uhoraho yavugishije abahanuzi ba kera; igihe Yeruzalemu yari mu mahoro no mu ituze, ikikijwe n’imigi yayo, Negevu n’ibihugu by’imirambi bigituwe?’»

8(Nuko Uhoraho akomeza kubwira Zakariya ati)

9«Icyo gihe Uhoraho, Umugaba w’ingabo, yavugaga atya: Nimuce imanza zitabera kandi buri muntu agirire impuhwe n’imbabazi umuvandimwe we.

10Ntimukarenganye umupfakazi n’impfubyi, umusuhuke n’umukene; ntihakagire n’umwe utekereza kugirira nabi umuvandimwe we.

11Ariko ababyeyi banyu banze kumva, bazamura intugu kandi bipfuka mu matwi ngo batumva.

12Binangiye umutima, ukomera nka diyama, kugira ngo batumva amabwiriza n’amagambo y’Uhoraho, Umugaba w’ingabo, yabagejejeho abigirishije Umwuka we,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

akayavugisha abahanuzi ba kera. Icyo gihe, Uhoraho, Umugaba w'ingabo, yari arakaye cyane.

13Kubera iyo mpamvu, Uhoraho, Umugaba w'ingabo, avuze atya: Nk'uko nabahamagaye ntibanyumve, ni ko nanjye bampamagaye sinabumva.

14Ahubwo nabatatanyirije mu mahanga yose batigeze bamenya, baragenda, igihugu gisigara gusa, ntihagira uhanyura cyangwa ngo ahagaruke. Nuko igihugu kitagiraga uko gisa bagihindura amatongo.»

## Zakariya 8

### Uhoraho abasezeranya amahoro n'umugisha

1Dore ijambo Uhoraho, Umugaba w'ingabo, yambwiye:

2Uhoraho, Umugaba w'ingabo, avuze atya: Siyoni nyifitiye ishyaka rikomeye, kandi nkanayigirira urukundo rwinshi.

3Ni cyo gitumye Uhoraho avuze atya: Ngiye kugarukira Siyoni, nture rwagati muri Yeruzalemu. Yeruzalemu bazayita «Umugi udahemuka», naho umusozi w'Uhoraho, Umugaba w'ingabo, bawite «Umusozi mutagatifu.»

4Avuze atya Uhoraho, Umugaba w'ingabo: Abasaza n'abakecuru, buri wese yicumba akabando ke, bazongera kwicara ku bibuga by'i Yeruzalemu.

5Ibibuga by'i Yeruzalemu bizuzuranaho abana, abahungu n'abakobwa bazahakinira.

6Avuze atya Uhoraho, Umugaba w'ingabo: Niba se iby'uwo munsi byaba ibidashoboka mu maso y'abasigaye b'uwo muryango, no ku bwanjye se ntibizashoboka? Uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuze.

7Avuze atya Uhoraho, Umugaba w'ingabo: Ni koko, ngiye kugobotora umuryango wanjye, nywuvane mu gihugu cy'iburasirazuba n'icy'iburengerazuba.

8Nzabagarura bature rwagati muri Yeruzalemu, bazambere umuryango, nanjye mbe Imana yabo, mu budahemuka no mu butungane.

9Avuze atya Uhoraho, Umugaba w'ingabo: Nimukomere, mwebwe uyu munsi mwumva amagambo yavuzwe n'abahanuzi, muri iyi minsi hazatangirwa urufatiro rw'Ingoro y'Uhoraho, Umugaba w'ingabo, kugira ngo iyo Ngoro yongere yubakwe.

10Kuko mbere y'iyi minsi, abantu nta cyo bari bafite, n'amatungo nta cyo yari abamariye. Uwagendaga ntiyizeraga kugaruka amahoro ku mpamvu y'uwamusagarira; kuko abantu bose nabaretse bagasubiranamo.

11Ariko noneho, abasigaye b'uyu muryango sinzongera kubamerera nka mbere, uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuze.

12Koko rero, ngiye kubiba amahoro, umuzabibu urumbuke imbuto, ubutaka butange


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

umusaruro wabwo, n'ijuru rigushe ikime cyaryo, maze ibyo byose nzabigabire abasigaye b'uy'umuryango.

13Nuko rero, bantu b'inzu ya Yuda n'ab'inzu ya Israheli, nk'uko mwari mumeze nk'ibivume mu mahanga, ni na ko nzabakiza maze mukaba abanyamugisha. Mwitinya, ahubwo nimukomere!

14Koko rero, Uhoraho, Umugaba w'ingabo, avuze atya: Nk'uko nari naragambiriye kubagirira nabi, mbitewe n'ababyeyi banyu bari barandakaje, kandi simbireke — ni ko Uhoraho, Umugaba w'ingabo avuze —

15ni na ko nisubiyeho, noneho nkaba niyemeje kugirira neza Yeruzalemu n'inzu ya Yuda. Mwitinya rero na gato!

16Dore amabwiriza muzakurikiza: buri muntu nabwire mugenzi we ukuri, mu nkiko zanyu muce imanza zitabera, zishyigikiye amahoro;

17ntimugatekereze kugirirana nabi; ntimukarahire ibinyoma kuko ibikorwa nk'ibyo mbyanga. Uwo ni Uhoraho ubivuze.

### Iminsi yo gusiba izahinduka iminsi y'ibirori

18Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ambwira iri jambo, ati

19«Avuze atya Uhoraho, Umugaba w'ingabo: Ugusiba kurya ko mu kwezi kwa kane, mu kwezi kwa gatanu, mu kwezi kwa karindwi no mu kwezi kwa cumi, inzu ya Yuda kuzayihindukiramo iminsi y'umunezero, y'ibyishimo n'ibirori bihimbaje. Nyamara ariko, nimukunde ukuri n'amahoro!»

### Amahanga yose azagana Uhoraho

20Avuze atya Uhoraho, Umugaba w'ingabo: Ni koko, muzongera kubona haje abanyamahanga n'abaturage b'imigi minini.

21Abaturage b'umugi umwe bazajya kubwira abo mu wundi bati «Nimuze tujye kurura uruhanga rw'Uhoraho, dushakashake Uhoraho, Umugaba w'ingabo; natwe turajyayo.»

22Nuko imiryango myinshi n'amahanga akomeye bazaze i Yeruzalemu gushakashaka Uhoraho, Umugaba w'ingabo, no kumwurura.

23Avuze atya Uhoraho, Umugaba w'ingabo: Uwo munsi, abanyamahanga cumi bavuga indimi zinyuranye bazafata igishura cy'umwambaro w'Umuyahudi, bazamwizirikeho bavuga bati «Turashaka kujyana namwe kuko twumvise bavuga ngo 'Imana iri kumwe namwe.'»

## Zakariya 9

## IGICE CYA KABIRI

### Urubanza n'ihumanurwa by'ibihugu bikikije Israheli

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1Iteka ryaciwe. Ijambo ry'Uhoraho ryageze mu gihugu cya Hadaraki, i Damasi rirahahagarara; kuko isoko ya Aramu ari iy'Uhoraho kimwe n'imiryango yose ya Israheli,

2na Hamati umuturanyi wayo, ndetse na Tiri na Sidoni, ari ho hari ubuhanga bwinshi.

3Tiri yiyubakiye ikigo gikomeye, irundarunda feza nyinshi ingana n'umukungugu, na zahabu ingana n'icyondo cyo mu mayira.

4Nyamara Uhoraho azayigarurira, arohe inkike zayo mu nyanja, na yo ubwayo izatwikwe n'umuriro.

5Ashikeloni izaterwa ubwoba n'ibyo bikubara, Gaza ishengurwe n'umubabaro, na Ekironi ibure ibyo yari yishingikirije. Gaza ntizongera kugira umwami, na Ashikeloni yoye guturwa ukundi.

6Ashidodi izaturwa n'ibinyendaro, nzatsembe n'ubwibone bw'Umufilisiti.

7Nzavana amaraso mu kanwa ke, muvane mu menyo ibiribwa bizira, bityo na we azabe uwasigaye w'Imana yacu. Azagira uruhare mu muryango wa Yuda, na Ekironi izamere nk'Umuyebuzi.

8Nzashinga ingando imbere y'inzu yanjye nyirinde abagenda n'abagaruka; nta munyamaboko uzongera guhonyora umuryango wanjye, kuko ubu mbyirebera n'amaso yanjye.

### Umukiza woroshya kandi uzanye amahoro

9Ishime unezerwe, mwari w'i Siyoni! Urangurure urwamo rw'ibyishimo, mwari w'i Yeruzalemu! Dore umwami wawe aragusanze, ni intungane n'umutsinzi, aroroshya kandi yicaye ku ndogobe, ku cyana cy'indogobe kikiri gitoya.

10Amagare y'intambara azayavana muri Efurayimu, no muri Yeruzalemu amagare y'urugamba. Azavunagura umuheto w'intambara, ibihugu abitangarize amahoro. Ingoma ye izava ku nyanja igere ku yindi, ihere no ku Ruzi igarukire ku mpera z'isi.

### Israheli yongera gukomera

11Naho wowe, ubikesheje isezerano ry'amaraso twagiranye, ngiye kukurekurira imfungwa zawe, zifungiye mu cyobo cyakamye.

12Nimuhaguruke mu mugi ukomeye, mfungwa zuzuye amizero, n'uyu munsi ndetse ndabihamya: nzaguha ibyiza byikubye kabiri.

13Nafoye umuheto wanjye ari wo Yuda, nywutamikamo umwambi wanjye, ari wo Efurayimu. Naho wowe Siyoni, ngiye gukaza abahungu bawe, batere aba Yavani, kandi nzakubangure nk'uko intwari ibangura inkota yayo.

14Uhoraho azababagwa gitumo, umwambi we ubatungure nk'umurabyo. Uhoraho Imana azavuza akarumbeti, aze agendera mu nkubi y'umuyaga wo mu majyepfo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Uhoraho, Umugaba w'ingabo, azabarinda: amabuye y'umuhumetso azatsemba
kandi ajanjagure abanzi, anywe amaraso nk'aho ari divayi, asendere nk'urwabya
rw'icyuhagiro rwuzuye amaraso y'ibitambo, cyangwa nk'amahembe yo ku
rutambiro.

16Uwo munsi nyine, Uhoraho Imana yabo azabakiza, bo ntama z'umuryango we.
Bazasa n'amabuye y'agaciro gakomeye, bazabengerane mu gihugu cyabo.

17Mbega ukuntu bazahirwa! Mbega ukuntu bazaba ari beza! Ingano zizashishisha
abasore, na divayi nshyashya ishimishe inkumi.

## Zakariya 10

### Ukudahemukira Uhoraho

1Nimusabe Uhoraho ngo imvura y'itumba icikire igihe. Uhoraho ni we utuma habaho
imirabyo, agatanga imvura ihagije, imeza buri cyatsi cyo mu mirima.

2Ni koko, ibigirwamana byatanze ibisubizo bya nta byo, n'ibyo abapfumu bahanuye
biba ibinyoma. Barotora inzozi zibeshya, bakanatanga amahumure adafashe. Ni cyo
cyatumye imbaga yigendera nk'ubushyo bumerewe nabi, kuko bwabuze
umushumba.

### Ukurekurwa n'igaruka ry'Abayisraheli

3Uburakari bwanjye bugiye kugurumanira abashumba, maze amasekurume
nyibasire. Koko, Uhoraho, Umugaba w'ingabo, azasura ubushyo bwe, ari bwo nzu ya
Yuda; azayigire nk'ifarasi y'indatwa ku rugamba.

4Mu nzu ya Yuda hazaturuka ibuye nsanganyarukuta, haturuke n'inkingi ifashe
ihema, n'umuheto w'intambara, haturukemo n'abatware bose.

5Bazaba ari intwari, bazarwane baribata ibyondo byo mu mayira; bazatsinda kuko
Uhoraho azaba ari kumwe na bo, abazaba bari ku mafarasi bazakorwe n'isoni.

6Nzakomeza ubutwari bw'inzu ya Yuda, nkize n'inzu ya Yozefu. Nzabasubiranya
kuko mbafitiye impuhwe nk'aho ntigeze mbatererana; nzabumva kuko ndi Uhoraho,
Imana yabo.

7Ab'inzu ya Efurayimu bose bazaba intwari, basagwe n'ibyishimo nk'abanyoye
divayi. Abana babo nibababona bazishima, basabwe n'umunezero babikesheje
Uhoraho.

8Nzabahamagara mbakoranyirize hamwe kuko nabacunguye, bazongere bagwire
nk'uko bahoze kera.

9Nabatatanyirije mu mahanga; ariko n'ubwo bazaba kure, bazanyibuka; bazabyara
abana kandi bazatahuke.

10Nzabagarura mbakoranyirize hamwe, mbavanye mu gihugu cya Misiri na Ashuru.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Nzabinjiza mu gihugu cya Gilihadi no muri Libani, ariko n'ibyo ntibizaba bihagije.

11Bazambuka inyanja ya Misiri, Uhoraho azacubya imivumba yo mu nyanja, amazi yose ya Nili azakama. Ubwirasi bwa Ashuru buzashira, inkoni ya Misiri ivanweho.

12Imbaraga zabo zizaba muri Uhoraho, kandi baziratane izina rye, uwo ni Uhoraho ubivuze.

## Zakariya 11

### Ibihangange byatsinzwe

1Libani we, kingura amarembo yawe, maze umuriro utwike amasederi yawe.

2Mizonobari, nimuboroge kuko isederi yaguye, ibihangange bikaba byatsinzwe. Mishishi y'i Bashani, nimuboroge, kuko ishyamba ry'intamenwa ryashiriye hasi.

3Nimwumve amaganya y'abashumba, kuko ikuzo ryabo ryahindutse ubusa; mwumve umutontomo w'ibyana by'intare, kuko ubwirasi bwa Yorudani bwatsiratsijwe.

### Umushumba mwiza n'umushumba w'umusazi

4Uhoraho, Imana yanjye, avuze atya: Ragira izo ntama zigenewe kubagwa,

5zo abaguzi bazo babaga uko bishakiye; bakazicuruza bavuga bati «Imana irakarama, birankungahaje!», mu gihe n'abashumba bazo batakizigirira impuhwe.

6Nanjye rero, uwo ni Uhoraho ubivuze, sinzongera kugirira impuhwe abatuye isi. Koko rero, ngiye gutanga abantu, buri muntu mugabize umuturanyi we n'umwami we. Abami bazasenyagura ibihugu, kandi sinzagobotora abantu mu nzara zabo».

7Nuko ndagira intama abacuruzi bari bageneye kubagwa. Mfata inkoni ebyiri, imwe nyita «Butoneshwe», indi nyita «Bwumvikane», maze ndagira intama.

8Hanyuma, mu kwezi kumwe nkuraho abashumba batatu; ariko n'intama sinabasha kuzihanganira kandi na zo ziranzinukwa.

9Nuko ndavuga nti «Sinzongera kuziragira! Igomba gupfa, nipfe; igomba kuzimira nizimire; izizarokoka, zizaryane.»

10Ubwo mfata inkoni yanjye «Butoneshwe», nyivunamo kabiri, kugira ngo mvaneho isezerano nagiranye n'amahanga yose.

11Nuko rya sezerano rivanwaho uwo munsi, n'abacuruzi b'intama bandebaga bamenyeraho ko iryo ari ijambo ry'Uhoraho.

12Nuko ndababwira nti «Niba ari uko mubishaka, nimumpe igihembo cyanjye; niba bitabaye ibyo, mubyihorere.» Koko bampa igihembo cyanjye gihwanye n'amasikeli mirongo itatu ya feza.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Uhoraho arambwira ati «Iyo ngirwagihembo bangereranyije na yo, yijugunyire umucuzi.» Ubwo mfata ya masikeli mirongo itatu ya feza, nyajugunyira umucuzi wari mu Ngoro y'Uhoraho.

14Hanyuma mvuna inkoni ya kabiri yitwa «Bwumvikane», kugira ngo ubuvandimwe bwa Yuda na Israheli buveho.

15Uhoraho arambwira ati «Noneho ambara nk'umushumba w'umusazi.

16Koko rero, dore ngiye kuzana umushumba muri iki gihugu: intama yazimiye ntazayitaho; iyatannye ntazayishakashaka; iyakomeretse ntazayomora n'imerewe neza ntazayikenura. Ahubwo azarya amatungo y'imishishe, ayasature n'ibinono.

17Ariyimbire umushumba w'imburamumaro, utererana ubushyo! Inkota izamusature ukuboko, imunogoremo n'ijisho ry'iburyo. Ukuboko kwe kurakumirana rwose, ijisho rye ry'iburyo rihume burundu.»

## Zakariya 12

### Yeruzalemu igobotorwa, ikanavugururwa

1Iteka ryaciwe. Ijambo ry'Uhoraho ryabwiwe Israheli. Uhoraho warambuye ijuru, agahanga isi, we waremye umutima w'umuntu mu bantu, avuze atya:

2Yeruzalemu ngiye kuyigira inkongoro izengereza amahanga yose ayikikije. Yuda na yo bizayigendekera bityo, igihe Yeruzalemu izaba yafashwe.

3Koko rero, uwo munsi Yeruzalemu nzayigira nk'ibuye rinini amahanga adashobora guterura. Uzashaka kuriterura wese azarikomerekeraho, amahanga yose y'isi azakoranire kuyirwanya.

4Uwo munsi kandi, uwo ni Uhoraho ubivuze, amafarasi nzayatera ubwoba n'abayagenderaho mbatere ibisazi, ariko inzu ya Yuda nzayihanga amaso, amafarasi yose y'amahanga nyahindure impumyi.

5Nuko abatware ba Yuda bazibwire bati «Imbaraga z'abatuye Yeruzalemu ziri muri Uhoraho, Umugaba w'ingabo, Imana yabo.»

6Uwo munsi, abatware ba Yuda bazahinduka nk'ikara ryakira mu nsi y'inkwi, cyangwa nk'ifumba imurika mu nsi y'umushandiko w'ingano. Bazatsemba impande zose amahanga abakikije, ariko Yeruzalemu yo ikazaguma mu kibanza cyayo.

7Uhoraho azarwana mbere na mbere ku mahema ya Yuda, kugira ngo ishema ry'inzu ya Dawudi n'iry'umuturage w'i Yeruzalemu, ritamamara kuruta irya Yuda.

8Uwo munsi, Uhoraho azarinda abaturage ba Yeruzalemu: udandabiranye kurusha abandi muri bo, uwo munsi azamere nka Dawudi, n'inzu ya Dawudi izamere nk'Imana cyangwa nk'umumalayika w'Uhoraho, ubarangaje imbere.

### Icyunamo mu gihugu cyose

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Uwo munsi, nzahagurukira gutsemba amahanga yose azatera Yeruzalemu.

10Nzasendereza ku nzu ya Dawudi no ku muturage w'i Yeruzalemu, Umwuka mwiza kandi wiyoroshya, bityo bazandangamire. Naho uwo bahinguranyije, bazamugira mu cyunamo nk'umwana w'ikinege, bazamuririre cyane nk'abaririra umwana w'uburiza.

11Uwo munsi, icyunamo kizaba ari cyose muri Yeruzalemu, mbese nk'icyo bagirira Hadadi-Rimoni mu kibaya cy'i Megido.

12Igihugu kizajya mu cyunamo, buri muryango ukwawo: umuryango wa Dawudi ukwawo, n'abagore ukwabo; umuryango wa Natani ukwawo, n'abagore ukwabo;

13umuryango wa Levi ukwawo, n'abagore ukwabo; umuryango wa Shimeyi ukwawo, n'abagore ukwabo;

14n'indi miryango yose ukwayo, n'abagore ukwabo.

## Zakariya 13

1Uwo munsi, hazavubuka isoko yo guhanagura icyaha n'ubwandure ku nzu ya Dawudi, no ku baturage b'i Yeruzalemu.

### Imana izatsemba ibigirwamana n'abahanurabinyoma

2Kuri uwo munsi — uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuze — nzatsemba amazina y'ibigirwamana mu gihugu, ntibazayibuka ukundi; abahanuzi n'umutima wabo wahumanye, mbirukane mu gihugu.

3Nuko nihagira ukomeza guhanura, se na nyina bamubyaye bazamubwire bati «Ntugomba kubaho, kuko ibyo utangaza mu izina ry'Uhoraho ari ibinyoma.» Nuko igihe azaba ariho ahanura, se na nyina bamubyaye bazamusogote.

4Uwo munsi, buri muhanuzi azaterwa isoni n'ibonekerwa rye igihe azaba ahanura, kandi ntazatinyuka kongera kubeshya abantu, yambara igishura cy'ubwoya cyagenewe abahanuzi.

5Azahakana avuga ati «Nta bwo ndi umuhanuzi, ahubwo ndi umuhinzi ndetse ntunze n'isambu kuva mu buto bwanjye.»

6Nuko bazamubaze bati «Ibyo bikomere bikuri ku gituza ni iby'iki?» Azasubize ati «Nabikomerekeye mu nzu z'amahabara yanjye.»

### Ivugururwa ry'Isezerano

7Baduka wa nkota we, wibasire umushumba, urwanye mugenzi wanjye w'intwari, uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuze. Kubita umushumba maze umukumbi w'intama utatane, ikiganza cyanjye na cyo kibasire abana bazo.

8Nuko rero, mu gihugu cyose, uwo ni Uhoraho ubivuze, bibiri bya gatatu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

by'abaturage bishire, birimbuke, ariko kimwe cya gatatu kirokoke.

9Abo barokotse nzabanyuze mu muriro, mbasukure nk'uko basukura feza, mbasuzume nk'uko basuzuma zahabu; bityo baziyambaze izina ryanjye, nanjye nzabababarire. Nzavuga nti «Ni umuryango wanjye», na bo bavuge bati «Uhoraho ni we Mana yacu».

## Zakariya 14

### Urugamba rw'imperuka n'ukuza kwa Nyagasani

1Nguyu umunsi w'Uhoraho uraje, uwo bazagabanaho iminyago rwagati muri wowe, Yeruzalemu.

2Nzakoranyiriza amahanga yose hafi ya Yeruzalemu kugira ngo ashoze urugamba: umugi uzafatwa, amazu asahurwe, abagore babafate ku gahato. Igice cya kabiri cy'abaturage kizajyanwa bunyago, ariko abazaba bacitse ku icumu ntibazatsembwa mu mugi.

3Nuko Uhoraho, umunsi azatabara, umunsi w'isibaniro, azajye ku rugamba kurwanya ayo mahanga.

4Uwo munsi, azashinga ibirenge bye ku musozi w'imizeti uteganye na Yeruzalemu, aherekera mu burasirazuba. Uwo musozi w'imizeti uzasadukamo kabiri, uhereye iburasirazuba werekeza iburengerazuba, uhinduke igisiza kinini cyane. Igice kimwe cy'uwo musozi kizashyiguka kigana mu majyaruguru, ikindi kigane mu majyepfo.

5Nuko muzahungire mu kibaya cy'imisozi yanjye, kuko ikibaya cy'imisozi kizagera i Yasali. Muzahunga nk'uko mwahunze umutingito w'isi ku gihe cya Oziya, umwami wa Yuda. Hanyuma Uhoraho, Imana yanjye azaza, ari kumwe n'abatagatifu be bose.

6Uwo munsi, nta rumuri, nta bukonje cyangwa ikibunda bizabaho;

7uzaba umunsi w'imbonekarimwe, Uhoraho arawuzi. Nta manywa cyangwa ijoro bizabaho ukundi, ariko nibigeza ku mugoroba urumuri ruzamurika.

8Uwo munsi kandi, amazi y'ubugingo azavubuka muri Yeruzalemu, igice kimwe kigane mu nyanja y'iburasirazuba, ikindi kijye mu nyanja y'iburengerazuba. Bizamera bityo mu cyi kimwe no mu itumba;

9nuko Uhoraho azabe umwami w'isi yose. Uwo munsi, Uhoraho azaba umwe rukumbi, n'izina rye rimwe rukumbi.

10Igihugu cyose kizahinduka ikibaya kuva i Geba kugera i Rimoni, mu majyepfo ya Yeruzalemu. Ubwo Yeruzalemu izashyirwa ejuru aho yahoze, kuva ku irembo rya Benyamini kugera ku irembo rya kera; ukagera no ku irembo ry'imfuruka no kuva ku munara wa Hananeli kugera ku rwengero rw'umwami.

11Bazahatura kandi nta n'umuvumo uzahaba ukundi; Yeruzalemu izaguma mu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mutekano.

12Noneho rero, dore icyorezo Uhoraho azahanisha amahanga yose azaba yararwanyije Yeruzalemu: azatera imibiri yabo kubora kandi buri muntu agihagaze; amaso yabo azaborera mu kinogo cyayo n'ururimi rwabo ruborere mu kanwa.

13Uwo munsi, Uhoraho azabakangaranya bikomeye, buri muntu asingire mugenzi we maze barwane.

14Yuda izarwanirira Yeruzalemu, ubukungu bw'amahanga yose ahakikije buzarundanywe; ari ubwa zahabu, feza n'imyambaro itagira ingano.

15Icyorezo nk'icyo kizasingira n'amafarasi, inyumbu, ingamiya, indogobe n'amatungo yose azaba ari mu ngando yabo: icyorezo kizaba kimwe.

16Nuko abacitse ku icumu bose bo mu mahanga azaba yararwanyije Yeruzalemu, uko umwaka utashye bajye bazamurwa no gupfukamira Umwami, Uhoraho, Umugaba w'ingabo, no guhimbaza umunsi mukuru w'Ingando.

17Ariko imiryango yo ku isi itazazamuka ngo ijye i Yeruzalemu gupfukamira Umwami, Uhoraho, Umugaba w'ingabo, abo ntibazagusha imvura.

18Ariko se niba umuryango wo mu Misiri utaje, uzahonoka icyorezo Uhoraho yageneye amahanga, atazamukira guhimbaza umunsi mukuru w'Ingando?

19Icyo ni cyo kizaba igihano cya Misiri, kimwe n'amahanga yose atazazamuka ngo ajye guhimbaza umunsi mukuru w'Ingando.

20Uwo munsi, ku nzogera zambawe n'amafarasi hazaba handitsweho ngo «Yeguriwe Uhoraho»; inkono zo mu Ngoro zizamera nk'inzabya z'icyuhagiro ziri imbere y'urutambiro.

21Inkono zose z'i Yeruzalemu n'izo muri Yuda zizegurirwa Uhoraho, Umugaba w'ingabo. Abazaba baje gutura igitambo bose bazazitekamo amaturo yabo. Uwo munsi kandi, nta mucuruzi uzaba akirangwa mu Ngoro y'Uhoraho, Umugaba w'ingabo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Malakiya

## Malakiya 1

1Dore ubutumwa Uhoraho yoherereje Abayisraheli, abunyujije kuri Malakiya.

### Israheli ni yo Uhoraho yihitiyemo

2Narabakunze — uwo ni Uhoraho ubivuga — ariko mwe murabaza muti «Udukunda
ku buhe buryo?» Yemwe, Ezawu se ntiyari umuvandimwe wa Yakobo? — uwo ni
Uhoraho ubivuga — nyamara nakunze Yakobo,

3Ezawu ndamwanga. Imisozi ye nayigabije abayihindura amatongo, umurage we
nywugabira imbwebwe zo mu butayu.

4Edomu aravuga ati «Twarasenyewe, ariko tuzongera twubake ahahindutse
amatongo!» None Uhoraho, Umugaba w'ingabo, arasubije ati «Nibubake, ariko
nzabisenya! Bityo bazitwa 'Igihugu cy'ubugome n'umuryango Uhoraho ahora
arakariye.'

5Muzabyirebera ubwanyu maze muvuge muti 'Uhoraho ni igihangange, ndetse
n'ahatari mu gihugu cya Israheli.'»

### Abaherezabitambo baburirwa

6Umwana yubaha se, umugaragu akubaha shebuja. None se, niba ndi so, icyubahiro
mumpa ni ikihe? Niba se ndi shobuja, igitinyiro kinkwiye kiri hehe? Uwo ni Uhoraho,
Umugaba w'ingabo, ubibabwira, mwebwe baherezabitambo, musuzugura izina
ryanjye. Murabaza muti «Izina ryawe twarisuzuguye dute?»

7Murisuzugura buri gihe mumuritse ibiribwa byahumanye ku rutambiro rwanjye.
Murabaza na none, muti «Twaguhumanyishije iki?» Mumpumanya igihe muvuga
muti «Ameza y'Uhoraho nta cyo amaze.»

8Ni ko se, iyo muntuye itungo ryahumanye ho igitambo, nta bwo ari bibi? Igihe
mutuye itungo ricumbagira cyangwa rirwaye, nta bwo se ari bibi? Cyo ngaho rero,
riture umutegetsi wawe; azakwishimira se? Ubwo se, azakwakira nk'aho umufiteho
ubutoni? Uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuze.

9Noneho rero, cyo nimugerageze kurura Imana kugira ngo itugirire impuhwe, kuko
ibi byose ari mwe byaturutseho. Ariko se, izashobora ite kubakirana urugwiro? Uwo
ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuga.

10Nibura nihaboneke umwe muri mwe akinge inzugi z'Ingoro, kugira ngo mutava aho
mwongera gucana umuriro w'impfabusa ku rutambiro rwanjye! Sinkibishimira na
gato, uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuga, n'amaturo yanyu ndayanze!

11Nyamara guhera mu burasirazuba kugera mu burengero bwaryo, izina ryanjye
rirasingizwa mu mahanga, kandi ahantu hose bosereza ububani izina ryanjye,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bakanzanira ituro ritagira inenge , kuko izina ryanjye ari igihangange mu mahanga! Uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuga.

12Nyamara mwebwe muravuga muti «Ameza y'Uhoraho yarahumanye; ibiribwa bayashyiraho birasuzuguritse.»

13Murongera muti «Uyu murimo uraruhanyije!» maze mukansuzugura, uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuga. Murazana itungo munyaze, iricumbagira cyangwa irirwaye, mukarintura; bene ayo maturo, nshobora se kuyakira? Uwo ni Uhoraho ubivuga.

14Arakaba ikivume, uwampigiye kumpa ikimasa cyo mu bushyo bwe, akantura ituro rifite inenge, uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuga, kuko ndi Umwami w'igihangange, n'izina ryanjye rikaba rikwiye gutinywa mu mahanga.

## Malakiya 2

### Imyifatire ikwiye abaherezabitambo

1Nuko rero, ibi ni mwe bibwirwa, mwebwe baherezabitambo!

2Nimwanga kunyumva ntimugerageze no guha izina ryanjye icyubahiro, uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuga, nzabavuma maze umugisha wanyu nywuhinduremo umuvumo. Ni koko nzabavuma, kuko nta n'umwe muri mwe ukigira icyo yitaho.

3Dore ngiye kubaca ukuboko, mbatere mu maso amayezi y'amatungo mutura ku minsi mikuru, maze muzayoranwe na yo.

4Icyo gihe muzumva ko ari jyewe ubihanangirije, ngira ngo nkomeze isezerano nagiranye na Levi; uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuga.

5Isezerano twagiranye ryamuheshaga ubugingo n'amahoro; koko nabimuhanye n'igitinyiro, kugira ngo ajye anyubaha. Yahindaga umushyitsi imbere y'izina ryanjye,

6umunwa we wamamazaga amanyakuri. Nta kinyoma kigeze kirangwa mu kanwa ke, ahubwo yagendanaga nanjye mu budahemuka no mu butungane, agahindura abantu benshi.

7Ni koko, iminwa y'umuherezabitambo ishinzwe kwita ku bumenyi, kandi n'inyigisho zigashakirwa mu kanwa ke, kuko ari we ntumwa y'Uhoraho, Umugaba w'ingabo.

8Nyamara kuri mwe si ko bimeze: mwateshutse inzira maze muyobya benshi n'inyigisho zanyu, mwishe isezerano rya Levi; uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuga.

9Nanjye, ni cyo gitumye mbagira insuzugurwa n'ibigoryi muri rubanda rwose, kuko mutakurikije inzira zanjye kandi mukabera mu gukemura imanza.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Kudashakana n'abanyamahanga no kudasenda uwo mwasezeranye

10Twese se, Data si umwe? Ntitwaremwe se n'Imana imwe? None se kuki tugambanirana, tukica isezerano Imana yagiranye n'abasekuruza bacu?

11Yuda yishe isezerano, akorera amahano muri Israheli n'i Yeruzalemu. Ni koko, bene Yuda bandavuje ahantu hatagatifu hakundwa n'Uhoraho, barongora abakobwa basenga ibigirwamana by'amahanga.

12Buri muntu wese ugenza atyo, Uhoraho arakamwima umwishingira n'umuvugizi mu mahema ya Yakobo, ndetse ntakabone n'umuturira igitambo cyo kumusabira kuri Uhoraho, Umugaba w'ingabo.

13Si ibyo gusa kandi, hari n'ibindi mukora: mwahindanyije urutambiro rw'Uhoraho n'amarira, muraniha mukaganya mubitewe n'uko atacyita ku maturo yanyu, akaba nta cyo acyakira kivuye mu biganza byanyu.

14Muribaza muti «Ibyo se abiterwa n'iki?» Abiterwa n'uko yabaye umuhamya w'amasezerano wagiranye n'umugore wo mu busore bwawe, none ukaba waramwirukanye. Nyamara yari mugenzi wawe, uwo wihitiyemo!

15None se Uhoraho ntiyabafatanyije ku buryo muba ikiremwa kimwe, kigizwe n'umubiri n'umwuka w'ubugingo? Icyo kiremwa se cyifuza iki? Si uko Imana yagiha urubyaro? Nuko rero, nimwubahe uwo mwuka w'ubugingo ubarimo, kandi ntihakagire uhemukira umugore wo mu busore bwe.

16Koko rero, Uhoraho, Imana ya Israheli, avuze atya: Nanga ko umugabo yasenda umugore we, maze ako karengane akakanwanwagiza. Ahubwo nimwubahe ubugingo bwanyu, maze mwirinde guhemuka! Uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuze.

### Umunsi w'Uhoraho

17Murananiza Uhoraho n'amagambo yanyu! Nyamara mukabaza muti «Ese icyo tumunanizaho ni iki?» Mumunaniza igihe muvuga muti «Umuntu wese ukora ikibi aba atunganye mu maso y'Uhoraho; bene abo ni bo yishimira», cyangwa ngo «Imana ituma ubutabera buganza iri hehe?»

## Malakiya 3

1Ngaha ngiye kohereza intumwa yanjye kugira ngo intunganyirize inzira. Ni bwo Umutegetsi mushaka azaza mu Ngoro ye abatunguye; koko rero, Umumalayika w'isezerano mwifuza, nguyu araje! Uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuga.

2Ni nde uzihanganira umunsi azazaho? Ni nde uzakomeza agahagarara igihe azigaragariza? Azaba ameze nk'umuriro w'umucuzi cyangwa nk'isabune y'umumeshi.

3Azicara hamwe kugira ngo ashongeshe kandi asukure. Azasukura bene Levi, abayungururure nk'uko bagenzereza zahabu na feza, maze bazegurirwe Uhoraho


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kugira ngo bamuhereze amaturo bakurikije amategeko.

4Ubwo rero amaturo ya Yuda n'aya Yeruzalemu azongera kunyura Uhoraho, mbese
nko hambere, mu myaka ya kera.

5Nzabegera mbacire imanza; nzashinja abapfumu, abasambanyi n'abarahira
ibinyoma, nzashinje abacuza abakozi igihembo cyabo, n'abarenganya umupfakazi
n'impfubyi, kimwe n'abashikamira umusuhuke, n'abandi bose batanyubaha. Uwo ni
Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuze.

### Ituro ry'igice cya cumi

6Jyewe, Uhoraho, nta bwo nahindutse; ahubwo ni mwebwe, bene Yakobo, muhora
muhinduka!

7Kuva mu bihe by'abasekuruza banyu, mwirengagiza amabwiriza yanjye,
ntimuyakurikize. Nimungarukire, nanjye nzabagarukira! Uwo ni Uhoraho, Umugaba
w'ingabo, ubivuga. Nyamara murabaza muti «Tuzakugarukira dute?»

8Ni ko se, umuntu ashobora kubeshya Imana? Ariko mwebwe murambeshya!
Murongera muti «Twakubeshye mu biki?» Mumbeshya mu gutanga igice cya cumi
cy'ibyo mutunze, no mu gutanga amaturo yanyu.

9Nuko rero, muravumwe, mwebwe na rubanda bose, kuko mumbeshya!

10Nimuzane mu cyumba cy'ububiko igice cya cumi cyose cy'ibyo mutunze, maze mu
Ngoro yanjye habemo ibyo kurya. Bityo muzabe mungerageje, uwo ni Uhoraho,
Umugaba w'ingabo, ubivuga, maze murebe neza uko nzabakingurira imiyoboro yo
mu ijuru, nkabasenderezaho imigisha myinshi.

11Nzabuza isanane kubangiriza imyaka, zoye gutsemba umusaruro w'ubutaka
bwanyu, maze imizabibu yo ku misozi yanyu irumbuke, uwo ni Uhoraho, Umugaba
w'ingabo, ubivuga.

12Amahanga yose azabita abanyahirwe, kuko muzatura mu gihugu cy'umunezero.
Uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuze.

### Ku munsi we, Uhoraho azahemba intungane

13Muravuga amagambo ansesereza, uwo ni Uhoraho ubivuga, hanyuma mukabaza
muti «Ese amagambo twakuvuze ni ayahe?»

14Muravuga muti «Nta kamaro gukorera Imana. Bimaze iki gukurikiza amategeko
yayo no kujya mu cyunamo imbere y'Uhoraho, Umugaba w'ingabo?

15Ubu abirasi, ni bo twita abanyamahirwe, ndetse n'abagiranabi ni bo bamerewe
neza; n'ubwo bagerageza Imana bwose, nta cyo bibatwara!»

16Ibyo byatumye abubaha Uhoraho bajya impaka, maze Uhoraho abatega amatwi
yumva amagambo yabo. Nuko imbere ye, handikwa mu gitabo amazina y'abantu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bubaha Uhoraho, bakambaza izina rye.

17Nuko Uhoraho, Umugaba w'ingabo, aravuga ati «Umunsi nzigaragaza, abo bantu bazaba abanjye, bazaba nk'umunani wanjye bwite. Nzabagirira neza nk'uko umubyeyi agenzereza umwana we umukorera;

18bityo muzongere murebe imitandukanire y'intungane n'umugome, iy'ukorera Imana n'utayikorera.

19Dore haje Umunsi utwika nk'itanura; abirasi bose n'abagome bakazagurumana nk'ibyatsi. Umunsi uje uzabahindura umuyonga, uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuga, nta cyo uzabasigira na busa, cyaba umuzi cyangwa ishami.

20Naho mwebwe, abubaha izina ryanjye, izuba ry'ubutabera rigiye kubarasiraho, ribazanire agakiza mu mirasire yaryo. Muzasohoka maze mwikinagure nk'inyana zivuye mu kiraro.

21Muzanyukanyuka abagome, bamere nk'ivu mu nsi y'ibirenge byanyu kuri uwo munsi nateganyije. Uwo ni Uhoraho, Umugaba w'ingabo, ubivuze.

### Ukugaruka kwa Eliya

22Nimwibuke Amategeko ya Musa, umugaragu wanjye, we nahaye amategeko n'amabwiriza kuri Horebu, kugira ngo ayashyikirize Israheli yose.

23Dore kandi mbere y'uko uwo munsi w'Uhoraho ugera, wa munsi mukuru kandi uteye ubwoba, ngiye kubohererereza Eliya, umuhanuzi.

24Ni we uzunga ababyeyi n'abana, yunge abana n'ababyeyi babo, kugira ngo ntazaza ngatsemba igihugu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Kinyarwanda - All Bible
**(Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible)**

## Matayo

### Matayo 1

**Amasekuruza ya Yezu**

1Dore igitabo cy'amasekuruza ya Yezu Kristu, umwana wa Dawudi, mwene Abrahamu.

2Abrahamu yabyaye Izaki, Izaki abyara Yakobo, Yakobo abyara Yuda n'abavandimwe be,

3Yuda abyara Faresi na Zara, kuri Tamara, Faresi abyara Esiromi, Esiromi abyara Aramu.

4Aramu abyara Aminadabu, Aminadabu abyara Nahasoni, Nahasoni abyara Salimoni.

5Salimoni abyara Bowozi, kuri Rahabu, Bowozi abyara Yobedi, kuri Ruta, Yobedi abyara Yese,

6Yese abyara umwami Dawudi. Dawudi abyara Salomoni, ku mugore wa Uriya,

7Salomoni abyara Robowamu, Robowamu abyara Abiya, Abiya abyara Asa,

8Asa abyara Yozafati, Yozafati abyara Yoramu, Yoramu abyara Oziyasi,

9Oziyasi abyara Yowatamu, Yowatamu abyara Akazi, Akazi abyara Ezekiyasi,

10Ezekiyasi abyara Manase, Manase abyara Amoni, Amoni abyara Yoziyasi,

11Yoziyasi abyara Yekoniyasi na barumuna be, igihe bajyanwa bunyago i Babiloni.

12Ijyanwabunyago ry'i Babiloni rirangiye Yekoniyasi abyara Salatiyeli, Salatiyeli abyara Zorobabeli,

13Zorobabeli abyara Abiyudi, Abiyudi abyara Eliyakimu, Eliyakimu abyara Azori,

14Azori abyara Sadoki, Sadoki abyara Akimu, Akimu abyara Eliyudi,

15Eliyudi abyara Eleyazari, Eleyazari abyara Matani, Matani abyara Yakobo,

16Yakobo abyara Yozefu, umugabo wa Mariya ari we wabyaye Yezu witwa Kristu.

17Ibisekuruza byose hamwe rero ni ibi: kuva kuri Abrahamu kugeza kuri Dawudi, ni
ibisekuruza cumi na bine; kuva kuri Dawudi kugera ku ijyanwabunyago ry'i Babiloni,
ni ibisekuruza cumi na bine; kuva ku ijyanwabunyago ry'i Babiloni kugera kuri


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Kristu, ni ibisekuruza cumi na bine.

### Ivuka rya Yezu Kristu

18Dore uko Yezu Kristu yavutse. Nyina Mariya yari yarasabwe na Yozefu; mu gihe batarabana, aza gusama inda ku bubasha bwa Roho Mutagatifu.

19Yozefu, umugabo we, wari intungane kandi utashakaga kumuteza urubwa, yigira inama yo kumusezerera rwihishwa.

20Igihe yari akibizirikana, Umumalayika wa Nyagasani amubonekera mu nzozi, aramubwira ati «Yozefu, mwana wa Dawudi, witinya kuzana umugeni wawe Mariya, kuko yasamye ku bubasha bwa Roho Mutagatifu.

21Azabyara umwana uzamwite Yezu, kuko ari we uzakiza umuryango we ibyaha byawo.»

22Ibyo byose ariko byabereye kugira ngo huzuzwe ibyo Nyagasani yavugishije umuhanuzi ati

23*«Dore Umukobwa w'isugi agiye gusama inda, maze azabyare umuhungu, nuko bazamwite Emanuweli»*, ari byo kuvuga ngo «Imana turi kumwe.»

24Yozefu akangutse abigenza uko Umumalayika wa Nyagasani yamutegetse nuko azana umugeni we.

25Ariko ntiyamwegerakugeza igihe Mariya abyariye umwana w'umuhungu nuko amwita Yezu.

## Matayo 2

### Abanyabwenge baza kuramya Yezu

1Yezu amaze kuvukira i Betelehemu ya Yudeya ku ngoma y'umwami
Herodi,abanyabwenge baturutse iburasirazuba baza i Yeruzalemu,2babaza bati
«Umwami w'Abayahudi uherutse kuvuka ari hehe?Twabonye inyenyeri ye mu burasirazuba,none tuje kumuramya.»

3Umwami Herodi abyumvise, akuka umutima, we na Yeruzalemu yose.

4Akoranya abatware bose b'abaherezabitambo n'abigishamategeko b'umuryango, abasiganuza aho Kristu yagombaga kuzavukira.

5Baramusubiza bati «Ni i Betelehemu ya Yudeya; kuko ari byo umuhanuzi yanditse ati

6*'Nawe, Betelehemu, umusozi wo muri Yudeya, si wowe giseswa mu migi yaho yose; kuko ari wowe uzaturukaho umutware uzaragira umuryango wanjye, Israheli'.»*

7Nuko Herodi atumiza ba banyabwenge rwihishwa, abasiganuza igihe inyenyeri yabonekeye,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8abohereza i Betelehemu, ababwira ati «Nimugende mubaririze iby'uwo mwana; maze nimumubona, muzabimenyeshe kugira ngo nanjye njye kumuramya.»

9Bamaze kumva amagambo y'umwami, baragenda. Nuko ya nyenyeri bari baboneye mu burasirazuba ibajya imbere irinda igera hejuru y'aho umwana yari ari, irahahagarara.

10Ngo babone inyenyeri barishima cyane.

11Binjiye mu nzu babona umwana, na nyina Mariya; nuko barapfukama baramuramya. Hanyuma bapfundura impago zabo, bamutura zahabu, ububani n'imibavu.

12Cyakora baburirwa mu nzozi kudasubira kwa Herodi, banyura indi nzira basubira mu gihugu cyabo.

### Yezu ahungishirizwa mu Misiri

13Bamaze kugenda, Umumalayika wa Nyagasani abonekera Yozefu mu nzozi, aramubwira ati «Byuka, ujyane umwana na nyina, uhungire mu Misiri; maze ugumeyo kugeza igihe nzakubwirira, kuko Herodi agiye guhigahiga umwana ngo amwice.»

14Yozefu arabyuka, ajyana umwana na nyina iryo joro, maze ahungira mu Misiri.

15Nuko abayo kugeza igihe Herodi apfiriye. Ibyo byabereye kugira ngo huzuzwe ibyo Nyagasani yavugishije umuhanuzi ati *«Nahamagaye umwana wanjyewari mu Misiri.»*

### Abana b'i Betelehemu babica

16Nuko Herodi abonye ko abanyabwenge bamubeshye, ararakara cyane, maze yohereza abica abana bose bo kuri Betelehemu n'abo ku mirenge yose iyikikije, bamaze imyaka ibiri n'abatarayigezaho, akurikije igihe yari yasobanuriwe n'abanyabwenge.

17Nuko huzuzwa ibyo umuhanuzi Yeremiya yavuze ati

18*«Kuri Rama bumvise ijwi riboroga riganya cyane: ni Rasheli uririra abana be, kandi yanze guhozwa kuko batakiriho.»*

### Yezu ava mu Misiri ajya i Nazareti

19Herodi amaze gupfa, Umumalayika wa Nyagasani abonekera Yozefu mu nzozi akiri mu Misiri;

20aramubwira ati «Haguruka, ujyane umwana na nyina, usubire mu gihugu cya Israheli; kuko abashakaga kwica umwana bapfuye».

21Yozefu arabyuka, ajyana umwana na nyina, asubira mu gihugu cya Israheli.

22Ariko yumvise ko Arikelawusi yazunguye se Herodi mu Yudeya, atinya kujyayo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Nk'uko rero yabisobanuriwe mu nzozi, agana mu karere ka Galileya,

23ajya gutura ku musozi witwa Nazareti. Bityo huzuzwa ibyavuzwe n'abahanuzi, ngo *«Azitwa Umunyanazareti ».*

## Matayo 3

### Yohani Batisita yigisha

(Mk 1,1–8 ; Lk 3,1–18)

1Muri iyo minsi,Yohani Batisita atangira kwigishiriza mu butayu bwa Yudeya,

2avuga ati «Nimwisubireho, kuko Ingoma y'ijuruyegereje!»

3Uwo ni we wavuzwe n'umuhanuzi Izayi, ati *«Ni ijwi ry'uvugira mu butayu aranguruye ati 'Nimutegure inzira ya Nyagasani, muringanize aho azanyura !'»*

4Yohani uwo yambaraga umwambaro uboheshejwe ubwoya bw'ingamiya, agakenyeza umukoba; ibyo kurya bye byari isanane n'ubuki bw'ubuhura.

5Nuko abaturage b'i Yeruzalemu, n'abo muri Yudeya yose, n'abo mu ntara yose ya Yorudani bakamusanga,

6bakabatirizwa na we mu ruzi rwa Yorudani, babanje kwiyemeza ibyaha byabo mu ruhame.

7Abonye Abafarizayi n'Abasaduseyi benshi baje kubatizwa, arababwira ati «Mwa nyoko z'impiri mwe, ni nde wababwirije guhunga uburakari bwegereje ?

8Noneho nimugaragaze imigenzereze ikwiranye n'ukwisubiraho nyako!

9Kandi ntimwitwaze ngo 'Abrahamu ni we mubyeyi wacu!' Ndanabiberuriye, ndetse aya mabuye muruzi, Imana ishobora kuyabyutsamo abana ba Abrahamu.

10Dore intorezo irambitse ku mizi y'ibiti; none igiti cyose kitera imbuto nziza kigiye gutemwa maze gicanwe.

11Jyewe ndababatirisha amazi kugira ngo mwisubireho, ariko Uje ankurikiye andusha ububasha, ndetse sinkwiriye no kumukuramo inkweto; We azababatirisha Roho Mutagatifu n'umuriro.

12Afite urutaro mu ntoki, kandi agiye gukubura imbuga ye: hanyuma azahunika ingano ze mu kigega, naho imishishi ayitwikishe umuriro utazima.»

### Yezu abatizwa

(Mk 1,9–11 ; Lk 3,21–22)

13Nuko Yezu ava mu Galileya ajya kuri Yorudani, asanga Yohani kugira ngo abatizwe na we.

14Yohani ashaka kumuhakanira ati «Ni jye ukeneye kubatizwa nawe, none uransanze!»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Ariko Yezu aramusubiza ati «Emera ubikore, tubone kuzuza dutyo icyo Imana ishaka.» Nuko aramwemerera.

16Yezu amaze kubatizwa, ako kanya ava mu mazi. Ubwo ijuru rirakinguka: abona Roho w'Imana amanuka nk'inuma, amuhagarara hejuru.

17Ubwo ijwi rituruka mu ijuru rivuga riti «Uyu ni Umwana wanjye nkunda cyane unyizihira.»

## Matayo 4

### Yezu ashukwa na Sekibi

(Mk 1,12–13 ; Lk 4,1–13)

1Hanyuma Yezu ajyanwa na Roho Mutagatifu mu butayu kugira ngo ashukwe na Sekibi.

2Asiba kurya iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine,hanyuma arasonza.

3Nuko Umushukanyi aramwegera,aramubwira ati «Niba uri Umwana w'Imana, tegeka aya mabuye ahinduke imigati.»

4Yezu aramusubiza ati «Haranditswe ngo *'Umuntu ntatungwa n'umugati gusa, ahubwo atungwa n'ijambo ryose rivuye mu kanwa k'Imana.'*»

5Nuko Umushukanyi amujyana mu murwa mutagatifu,amuhagarika ku gasongero k'Ingoro,

6maze aramubwira ati «Niba uri Umwana w'Imana, ijugunye hasi; kuko handitswe ngo *'Izategeka abamalayika bayo kuzagusama, kugira ngo udasitara ku ibuye.'*»

7Yezu aramusubiza ati «Biranditswe kandi ngo *'Ntuzagerageze Nyagasani, Imana yawe.'*»

8Umushukanyi yongera kumujyana ku musozi muremure, amwereka ingoma zose z'isi n'ubukire bwazo,

9nuko aramubwira ati «Ibyo byose nzabikugabira, numfukamira ukandamya.»

10Yezu aramusubiza ati «Igirayo, Sekibi, kuko handitswe ngo *'Uzaramye Nyagasani, Imana yawe, abe ari We uzakorera wenyine.'*»

11Umushukanyi amusiga aho. Ubwo abamalayika baramwegera, baramuhereza.

### Yezu atangira kwigisha mu Galileya

(Mk 1,14–15 ; Lk 4,14–15)

12Yezu yumvise ko Yohani yatanzwe, yigira mu Galileya,

13yimuka i Nazareti, ajya kuba i Kafarinawumu ku nkuka y'inyanja, mu rugabano rwa Zabuloni na Nefutali,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14kugira ngo huzuzwe ibyo umuhanuzi Izayi yavuze ati

15*«Gihugu cya Zabuloni, nawe gihugu cya Nefutali,nzira igana inyanja, hakurya ya Yorudani, Galileya y'abanyamahanga!*

16*Imbaga yari yigungiye mu mwijima yabonye urumuri rutangaje; n'abari batuye mu gihugu gicuze umwijima w'urupfu,urumuri rwabarasiyeho.»*

17Guhera ubwo Yezu atangira kwigisha, agira ati «Nimwisubireho, kuko Ingoma y'ijuru yegereje!»

### Yezu atora abigishwa bane ba mbere

(Mk 1,16–20 ; Lk 5,1–11)

18Nuko igihe yagendaga ku nkombe y'inyanja ya Galileya, abona abavandimwe babiri, Simoni bita Petero na Andereya murumuna we; bariho baroha inshundura mu nyanja, kuko bari abarobyi.

19Arababwira ati «Nimunkurikire, nzabagira abarobyi b'abantu.»

20Ako kanya basiga aho inshundura zabo, baramukurikira.

21Yigiye imbere, abona abandi bavandimwe babiri, Yakobo mwene Zebedeyi, na murumuna we Yohani, bari mu bwato hamwe na se Zebedeyi; bariho basana inshundura zabo. Nuko arabahamagara.

22Ako kanya basiga aho ubwato na se, baramukurikira.

### Yezu yigisha kandi akiza

(Mk 1,39 ; Lk 4,44 ; 6,17–18)

23Nuko Yezu azenguruka Galileya yose, yigishiriza mu masengeroyabo, atangaza Inkuru Nziza y'Ingoma, akiza icyitwa indwara n'ubumuga cyose muri rubanda.

24Ubugiraneza bwe bumenyekana muri Siriya yose, bakajya bamuzanira imbabare zose zifite indwara n'ibyago by'amoko yose: abahanzweho, abanyagicuri, ibimuga, nuko akabakiza.

25Maze abantu benshi bavuye muri Galileya no muri Dekapoli, iYeruzalemu no muri Yudeya, no hakurya ya Yorudani, bamuhombokaho.

## Matayo 5

### Yezu yigishiriza hejuru y'umusozi

(Mk 3,13 ; Lk 6,12—13.20)

1Yezu abonye icyo kivunge cy'abantu aterera umusozi. Aricara, abigishwa be baramwegera.

2Nuko araterura arigisha ati

### Abahire

(Lk 6,20–26)

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3«Hahirwa abakene ku mutima, kuko Ingoma y'ijuru ari iyabo.

4Hahirwa abiyoroshya, kuko bazatunga isi ho umurage.

5Hahirwa abababaye, kuko bazahozwa.

6Hahirwa abasonzeye ubutungane bakabugirira inyota, kuko bazahozwa.

7Hahirwa abagira impuhwe, kuko bazazigirirwa.

8Hahirwa abakeye ku mutima, kuko bazabona Imana.

9Hahirwa abatera amahoro, kuko bazitwa abana b'Imana.

10Hahirwa abatotezwa bazira ubutungane, kuko Ingoma y'ijuru ari iyabo.

11Murahirwa nibabatuka, bakabatoteza, bakanababeshyera ku buryo bwose, ari jye
babahora.

12Nimwishime munezerwe, kuko ingororano yanyu izaba nyinshi mu ijuru! Ni uko
batoteje abahanuzi bababanjirije.

### Umunyu w'isi; urumuri rw'isi

(Mk 9,50 ; Lk 14,34–35)

13Muri umunyu w'isi. Ariko se umunyu wakayutse, bawusubirishamo iki uburyohe?
Nta kandi kamaro kawo kereka kujugunywa hanze, ugakandagirwa n'abantu.

14Muri urumuri rw'isi. Ikigo cyubatse mu mpinga y'umusozi nticyihishira.

15Kandi nta we ucana itara ngo aryubikeho icyibo, ahubwo arishyira ku gitereko
cyaryo aho rimurikira abari mu nzu bose.

16Urumuri rwanyu nirubonesherereze rutyo abantu kugira ngo barebe ibyiza mukora,
bakurizeho gusingiza So uri mu ijuru.

### Yezu yaje kunonosora Amategeko

17Ntimukeke ko naje kuvanaho Amategeko cyangwa Abahanuzi; sinaje gukuraho,
ahubwo naje kunonosora.

18Koko rero, ndababwira ukuri: kugera igihe ijuru n'isi bizashirira, nta kanyuguti, nta
n'akadomo kazava mu Mategeko ibyo byose bitarangiye.

19Nuko rero, uzarenga kuri rimwe muri ayo mategeko yoroheje, kandi akigisha
n'abandi kugenza batyo, azitwa igiseswa mu Ngoma y'ijuru. Naho uzajya ayakurikiza
akayatoza abandi, azitwa umuntu ukomeye mu Ngoma y'ijuru.

20Reka kandi mbabwire: niba ubutungane bwanyu budasumba
ubw'abigishamategeko n'abafarizayi, nta bwo muzinjira mu Ngoma y'ijuru.

### Guhemukira undi no kwigorora na we

(Mk 11,25 ; Lk 12,57–59)

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

21 Mwumvise ko abakurambere babwiwe ngo *'Ntuzice'*, kandi nihagira uwica, azabibarizwa mu rubanza.

22 Jyewe mbabwiye ko umuntu wese urakariye mugenzi we, azabibarizwa mu rukiko ; naho nabwira mugenzi we 'Gicucu!' azabibarizwa mu Nama Nkuru; namubwira ati 'Uri umusazi!', azishyurira mu nyenga y'umuriro.

23 Nuko rero nujyana ituro ryawe imbere y'urutambiro, ukahibukira ko mugenzi wawe mufitanye akantu,

24 rekera ituro ryawe imbere y'urutambiro, ubanze ujye kwigorora na mugenzi wawe ; hanyuma ugaruke ubone guhereza ituro ryawe.

25 Jya ugira ubwira bwo kwiyunga n'uwo mwangana, igihe mukiri kumwe mu nzira kugira ngo ataguteza umucamanza, umucamanza akagushyikiriza umupolisi, ubwo ukaba uroshywe mu buroko.

26 Mbikubwize ukuri: nta bwo uzavamo utishyuye byose, kugeza ku giceri cya nyuma.

### Gusambana n'ibindi byagutera gucumura

(Mk 9,43–48)

27 Mwumvise ko byavuzwe ngo *'Ntuzasambane'*,

28 jyeweho, mbabwiye ko ureba umugore akamwifuza, mu mutima we aba yamusambanyije.

29 Ijisho ryawe ry'iburyo nirikubera impamvu yo gukora icyaha, rinogore urijugunye kure yawe: ikigufitiye akamaro ni ukubura rumwe mu ngingo zawe, aho kubona umubiri wose utawe mu nyenga y'umuriro.

30 Niba ikiganza cy'iburyo kigutera gukora icyaha, gice ukijugunye kure yawe: ikiruta ni uko wabura rumwe mu ngingo zawe, aho kubona umubiri wawe wose ugiye mu nyenga y'umuriro.

### Kudatana kw'abashakanye

(Mk 10,4–5 ; Lk 16,18)

31 Kandi byaravuzwe ngo *'Usenze umugore we agomba kumuha urwandiko rwo kumusenda'.*

32 Naho jye mbabwiye ko umuntu wese usenda umugore we — usibye iyo babanaga bitemewe — aba amuteye gusambana; n'ucyura umugore wasenzwe, aba asambanye.

### Indahiro

33 Mwumvise kandi ko abakurambere babwiwe ngo *'Ntuzarahire ibinyoma ahubwo uzahigura Nyagasani ibyo wamusezeranije mu ndahiro'.*

34 Jyeweho mbabwiye kutarahira na gato: ari ukurahira ijuru, kuko ari inteko

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

y'Imana;

35ari ukurahira isi, kuko ari umusego w'ibirenge byayo; ari na Yeruzalemu, kuko ari Umurwa w'Umwami mukuru.

36Ntukarahize n'umutwe wawe, kuko udashobora guhindura n'umwe mu misatsi yawe umweru cyangwa igikara.

37Mujye muvuga muti 'Yego', niba ari yego, cyangwa 'Oya', niba ari oya; ibigeretsweho bindi biba biturutse kuri Sekibi.

### Kutihorera

(Lk 6,29–30)

38Mwumvise ko byavuzwe ngo *'Ijisho rihorerwe ijisho, iryinyo rihorerwe irindi'*.

39Jyeweho mbabwiye kudashyamirana n'umugiranabi; ahubwo nihagira ugukubita urushyi mu musaya w'iburyo, mutegeze n'uwundi.

40Nihagira ushaka kukuburanya ngo agutware ikanzu yawe, mwegurire n'igishura cyawe.

41Nihagira uguhatira gutera intambwe igihumbi, muterane ibihumbi bibiri.

42Ugusabye, umuhe; n'ushatse ko umuguriza, ntukamwihunze.

### Gukunda abatwanga

(Lk 6,27–36)

43Mwumvise ko byavuzwe ngo *'Uzakunde mugenzi wawe*, wange umwanzi wawe.'

44Jyeweho ndababwira ngo 'Nimukunde ababanga, musabire ababatoteza'.

45Bityo muzabe abana ba So uri mu ijuru, We uvusha izuba rye ku babi no ku beza, kandi akavubira imvura abatunganye n'abadatunganye.

46Nimwikundira gusa ababakunda, muzahemberwa iki? Ese abasoresha bo, si ko babigenza?

47Maze se nimuramutsa gusa abo muva inda imwe, muzaba murushije iki abandi? Ese abatazi Imana bo, si ko babigenza?

48Mwebweho rero, muzabe intungane nk'uko So wo mu ijuru ari intungane.

## Matayo 6

### Uburyo bwo gufasha abakene

1Murajye mwirinda kugira neza mu maso y'abantu mugira ngo babarebe; mwaba mwivukije ingororano kwa So mu ijuru.

2Igihe rero utanga imfashanyo, ntukavugishe ihembe imbere yawe, nk'uko indyarya zibigira mu masengero no mu mayira, kugira ngo baratwe n'abantu. Ndababwira


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ukuri: baba bashyikiriye ingororano yabo.

3Naho wowe, nutanga imfashanyo, ikiganza cyawe cy'ibumoso ntikikamenye icyo icy'iburyo gikora,

4bityo imfashanyo yawe ijye igirirwa mu ibanga; maze So umenya ibyihishe, azabikwiture.

## Uburyo bwo gusenga

5Igihe musenga, ntimukagenze nk' indyarya zikunda gusenga zihagaze mu masengero no mu mayirabiri, ngo zibonwe n'abantu. Ndababwira ukuri: baba bashyikiriye ingororano yabo.

6Naho wowe, nushaka gusenga, ujye winjira mu nzu yawe, ukinge, maze usenge So uri aho atagaragara; maze So umenya ibyihishe, azabikwiture.

7Igihe musenga, ntimugasukiranye amagambo nk'abatazi Imana, bibwira ko amagambo menshi ari yo atuma bumvwa neza.

8Ntimukagenze nka bo; kuko So azi neza icyo mukeneye, na mbere y'uko mukimusaba.

## «Dawe uri mu ijuru»

(Lk 11,2–4)

9Mwebwe rero mujye musenga, mugira muti: Dawe uri mu ijuru, izina ryawe ryubahwe,

10Ubwami bwawe nibuze, icyo ushaka gikorwe mu nsi nk'uko gikorwa mu ijuru.

11Ifunguro ridutunga uriduhe none.

12Utubabarire ibicumuro byacu, nk'uko natwe tubabarira abaducumuyeho.

13Ntudutererane mu bitwoshya , ahubwo udukize ikibi.

14Koko, nimubabarira abantu amakosa yabo, So wo mu ijuru na We azabababarira ayanyu.

15Naho nimutababarira abantu, na So ntazabababarira amakosa yanyu.

## Uburyo bwo gusiba kurya

16Igihe musiba kurya, ntimukijime mu maso nk'uko indyarya zibigira: zikambya agahanga kugira ngo babone ko zisiba. Ndababwira ukuri: ziba zashyikiriye ingororano yazo.

17Wowe rero nusiba kurya, ujye wisiga mu mutwe, wiyuhagire mu maso,

18kugira ngo utamenyesha abantu ko usiba, ahubwo bimenywe na So uri aho atagaragara; maze So umenya ibyihishe, azabikwiture.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Kwizigamira ubukungu mu ijuru
(Lk 12,33–34)

19Ntimugashakire ubukungu hano mu nsi, aho udusimba n'imungu byonona, aho abajura baca ibyuho bakiba.

20Ahubwo mwizigamire ubukungu mu ijuru, aho udusimba n'imungu bitonona, aho abajura badaca ibyuho ngo bibe.

21Kuko, aho ubukungu bwawe buri, ni ho n'umutima wawe uzaba uri.

### Ijisho ni urumuri rw'umuntu
(Lk 11,34–36)

22Itara ry'umubiri ni ijisho. Niba rero ijisho ryawe ridafite inenge, umubiri wawe wose uzamurikirwa.

23Naho niba ijisho ryawe ari ribi, umubiri wawe wose uzaba mu mwijima. Noneho se, niba urumuri rukurimo ruhindutse umwijima, uwo mwijima uzangana iki !

### Imana n'ibintu
(Lk 16,13)

24Nta wushobora gukorera ba shebuja babiri: azanga umwe akunde undi, cyangwa azibanda kuri umwe, asuzugure undi. Ntimushobora gukorera Imana na Bintu.

### Kwegukira Imana
(Lk 12,22–31)

25Ni cyo gituma mbabwira nti 'Mwihagarikwa imitima n'uko muzamera, ari ku bibatunga cyangwa ku byo muzambika umubiri wanyu.' Ubugingo se ntiburuta ibyo kurya? Umubiri se wo nturuta umwambaro?

26Nimurebe inyoni zo mu kirere: ntizibiba, ntizisarura, ntizihunika mu bigega, nyamara So wo mu ijuru arazigaburira! Mwebwe se, ntimuzitambukije agaciro?

27Ni nde muri mwe, n'aho yahagarika umutima ate, washobora kugira icyo yongera ku bugingo bwe?

28Imyambaro yo yabahagarikira iki umutima? Nimwitegereze indabo zo mu gasozi uko zikura: ntiziruha, ntiziboha.

29Nyamara rero ndababwira ko na Salomoni mu bukire bwe bwose atigeze yambara nka rumwe muri zo.

30Niba Imana yambika ityo icyatsi cyo mu murima kiriho none, ejo kikazatabwa mu muriro, mwe ntizabarengerezaho, mwa bemera gato mwe?

31Mwibunza rero imitima muvuga ngo 'Tuzarya iki? Tuzanywa iki? Tuzambara iki?

32Ni ibyo byose abanyamahanga bahihibikanira. So wo mu ijuru azi ko ibyo byose mubikeneye.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

33Ahubwo mbere na mbere nimuharanire Ingoma n'ubutungane bwayo, naho ibindi byose muzabigerekerwaho.

34Mwiterwa impagarara n'iby'ejo: umunsi w'ejo uzazana impagarara zawo. Umuruho wa buri munsi urahagije.

## Matayo 7

### Kudacira abandi urubanza

(Lk 6,37–38. 41–42)

1Mwica urubanza namwe mutazarucirwa,

2kuko, uko muzaba mwaziciye, ni ko muzazicirwa, n'igipimisho muzageresha, ni cyo namwe muzagererwamo.

3Kuki ubona akatsi kari mu jisho rya mugenzi wawe, ariko umugogo uri mu jisho ryawe ntuwubone ?

4Ubwo se wabwira ute mugenzi wawe uti 'Reka ngutokore akatsi kakuri mu jisho' kandi utareba umugogo uri mu ryawe?

5Wa ndyarya we, banza ukure umugogo uri mu jisho ryawe, hanyuma uzabone neza, ushobore gutokora akatsi ko mu jisho rya mugenzi wawe.

### Kudahumanya ibintu bitagatifu

6Ikintu gitagatifu ntimukakigabize imbwa, amasaro yanyu ntimukayajugunye imbere y'ingurube: hato zitayaribata hanyuma zikabahindukirana zikabashiha.

### Usaba wese arahabwa

(Lk 11,9–13)

7Musabe, muzahabwa; mushakashake, muzaronka; mukomange, muzakingurirwa.

8Kuko usaba wese ahabwa; ushakashatse akaronka, n'ukomanze agakingurirwa.

9Mbese ni nde muntu muri mwe, umwana we yasaba umugati, akamuhereza ibuye?

10Cyangwa se, yamusaba ifi, akamuhereza inzoka?

11Niba rero, mwebwe n'ububi bwanyu, muzi guha abana banyu ibintu byiza, So uri mu ijuru azarushaho ate guha ibyiza abamusabye?

### Uko tugomba kugenzereza abandi

(Lk 6,31)

12Ibyo mwifuza ko abandi babagirira byose, namwe muzajye mubibagirira: ngayo Amategeko n'Abahanuzi.

### Inzira ebyiri

(Lk 13,23–24)

13Nimwinjirire mu muryango ufunganye, kuko umuryango wagutse n'inzira

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

y'igihogere ari byo bijyana mu cyorezo, kandi abahanyura ni benshi.

14Mbega ukuntu umuryango ugana mu bugingo ufunganye, n'inzira ijyayo ikaba impatanwa, maze bikabonwa na bake!

### Igiti ukibwirwa n'imbuto zacyo

(Lk 6,43–44)

15Muritondere abahanurabinyoma babasanga, inyuma basa n'intama, naho imbere ari ibirura by'ibihubuzi.

16Muzabamenyera ku mbuto bera. Hari usoroma imizabibu ku mahwa? Cyangwa se imitini ku mikeri?

17Burya igiti cyose cyiza cyera imbuto nziza, naho igiti kibi kikera imbuto mbi.

18Igiti cyiza ntigishobora kwera imbuto mbi, n'igiti kibi ntigishobora kwera imbuto nziza.

19Igiti cyose kitera imbuto nziza baragitema, bakakijugunya mu muriro.

20Nuko rero, muzabamenyera ku mbuto bera.

### Abigishwa b'ukuri

(Lk 6,46 ; 13,27)

21Umbwira wese ngo ' Nyagasani, Nyagasani ', si we uzinjira mu ngoma y'ijuru, ahubwo ni ukora ibyo Data uri mu ijuru ashaka.

22Benshi bazambwira uwo munsi bati 'Nyagasani, Nyagasani, ese ntitwahanuye mu izina ryawe? Ese ntitwirukanye roho mbi mu izina ryawe? Ese ntitwakoze ibitangaza byinshi mu izina ryawe?

23Ubwo nzaba bwira nti 'Sinigeze mbamenya; nimwigireyo, mwa nkozi z'ibibi mwe!'

### Umugani w'amazu abiri

(Lk 6,47–49)

24Nuko rero, umuntu wese wumva ayo magambo maze kuvuga, kandi akayakurikiza, ameze nk'umuntu w'umunyabwenge wubatse inzu ye ku rutare.

25Imvura yaraguye, imivu iratemba, imiyaga irahuha, bikoranira kuri ya nzu ariko ntiyatemba; kuko yari yubatse ku rutare!

26Naho uwumva wese ayo magambo maze kuvuga, ntayakurikize, ameze nk'umuntu w'umusazi wubatse inzu ye ku musenyi.

27Imvura yaraguye, imivu iratemba, imiyaga irahuha, bikoranira kuri ya nzu, irahirima; ihinduka ubushingwe!»

### Rubanda batangarira inyigisho za Yezu

(Mk 1,22 ; Lk 4,32)

28Yezu amaze kuvuga ayo magambo, rubanda batangarira ibyo yigishije,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

29kuko yigishaga nk'umuntu ufite ububasha, atameze nk'abigishamategeko babo.

## Matayo 8

### Yezu akiza umubembe

(Mk 1,0–44 ; Lk 5,12–14)

1Igihe Yezu amanutse umusozi, abantu benshi baramukurikira.

2Nuko haza umubembe amupfukama imbere, aramubwira ati «Nyagasani, ubishatse wankiza.»

3Yezu arambura ukuboko, amukoraho, avuga ati «Ndabishatse, kira.» Ako kanya ibibembe bye birakira.

4Nuko Yezu aramubwira ati «Uramenye ntugire uwo ubibwira, ahubwo genda, wiyereke umuherezabitambo kandi utange ituro ryategetswe na Musa ngo ribabere icyemezo cy'uko wakize.»

### Yezu akiza umugaragu w'umutegeka w'abasirikare

(Lk 7,1–10)

5Yezu abaye akinjira muri Kafarinawumu, umutegeka w'abasirikare aramwegera, aramwinginga, avuga ati

6«Nyagasani, umugaragu wanjye aryamye mu nzu iwanjye; ni ikimuga kitinyagambura kandi arababaye cyane».

7Yezu aramubwira ati «Ndaje mukize».

8Uwo mutegeka aravuga ati «Nyagasani, sinkwiye ko wakwinjira mu nzu yanjye, ariko uvuge ijambo rimwe gusa maze umugaragu wanjye akire.

9N'ubwo nanjye ndi umuntu utegekwa, mfite abasirikare; nabwira umwe nti 'Genda', akagenda; undi nti 'Ngwino', akaza; n'umugaragu wanjye nti 'Kora iki', akagikora.»

10Yezu abyumvise, aratangara maze abwira abamukurikiye, ati «Ndababwira ukuri, muri Israheli nta muntu nigeze nsangana ukwemera nk'uku.

11Ndabibabwiye: benshi bazava aho izuba rituruka n'aho rirengera, basangire na Abrahamu na Izaki na Yakobo mu Ngoma y'ijuru,

12naho abana b'Ingoma bazatabwa hanze mu mwijima: aho bazaririra kandi bagahekenya amenyo.»

13Hanyuma Yezu abwira uwo mutegeka w'abasirikare, ati «Genda, uko wemeye abe ari ko ugirirwa.» Nuko wa mugaragu akira ako kanya.

### Yezu akiza nyirabukwe wa Petero

(Mk 1,29–31 ; Lk 4,38–39)

14Yezu ngo agere kwa Petero, asanga nyirabukwe aryamye, yahinduwe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Amukoze ku kiganza, ubuganga bumwamukamo, arabyuka aramuzimanira.

16Bugorobye, bamuzanira abahanzweho na roho mbi nyinshi; nuko azirukana
azikabukira, maze akiza abarwayi bose,

17kugira ngo huzuzwe ibyo umuhanuzi Izayi yavuze ati*«Yatwunamuye mu ntege nke
zacu, yigerekaho n'indwara zacu.»*

### Ibya ngombwa ku batorwa n'Imana

(Lk 9,57–60)

18Yezu abonye ko ashagawe n'abantu benshi, ategeka ko bafata ku nkombe yo
hakurya.

19Umwigishamategeko aramwegera ati «Mwigisha, nzagukurikira aho uzajya hose.»

20Yezu aramusubiza ati «Imihari igira amasenga, n'inyoni zo mu kirere zikagira
ibyari; naho Umwana w'umuntu we ntagira aho yegeka umutwe.»

21Undi wo mu bigishwa aramubwira ati «Nyagasani, reka mbanze njye guhamba
data.»

22Yezu aramusubiza ati «Nkurikira, ureke abapfu bahambe abapfu babo.»

### Yezu acubya umuhengeri

(Mk 4,35–41 ; Lk 8,23–25)

23Yezu aherekejwe n'abigishwa be, bajya mu bwato.

24Ni bwo habyutse umuhengeri mwinshi mu nyanja, imivumba irenga ubwato.
Nyamara we yari asinziriye.

25Baramwegera baramukangura, bavuga bati «Nyagasani, dutabare, turashize!»

26Arababwira ati «Muratinya iki, mwa bemera gato mwe?» Hanyuma arahaguruka,
ategeka umuyaga n'inyanja, maze haratuza cyane.

27Nuko abo bantu baratangara, baravuga bati «Uyu ni muntu ki, imiyaga n'inyanja
byumvira!»

### Yezu akiza abantu babiri bahanzweho na roho mbi

(Mk 5,1–20 ; Lk 8,26–39)

28Amaze gufata inkombe yo hakurya mu gihugu cy'Abanyagadara, abagabo babiri
bahanzweho na roho mbi baturuka mu irimbi, baza bamusanga; bari ibintu
by'ibinyamaswa, ntihagire utinyuka kunyura iyo nzira.

29Nuko barasakuza bati «Uradushakaho iki, Mwana w'Imana? Wazanywe no
kuduturumbanya igihe kitaragera ?»

30Hirya y'aho rero hakaba umukumbi w'ingurube zarishaga.

31Roho mbi ni ko kwinginga Yezu, ziti «Niba utwirukanye, twohereze muri uriya

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mukumbi w'ingurube.»

32Arazibwira ati «Nimuzijyemo!» Nuko ziva muri abo bantu, zijya muri za ngurube, maze uwo mukumbi wose ukonkoboka mu manga n'umuriri mwinshi, wiroha mu nyanja, urarohama.

33Abashumba barahunga, basubira mu mugi, bavuga ibyabaye byose, n'ibyerekeye abahanzweho.

34Nuko abatuye umugi bose basanga Yezu; ngo bamubone, baramwinginga ngo abavire mu gihugu.

## Matayo 9

### Yezu akiza ikirema

(Mk 2,1–12 ; Lk 5,17–25)

1Yezu amaze kujya mu bwato, arambuka, ajya mu mugi we.

2Nuko bamuzanira ikirema kiryamye mu ngobyi. Yezu abonye ukwemera kwabo, abwira ikirema ati «Izere, mwana wanjye, ibyaha byawe urabikijijwe.»

3Bamwe mu bigishamategeko baribwira bati «Uyu muntu aratuka Imana!»

4Ariko Yezu amenya ibyo batekereza, arababwira ati «Igituma mutekereza ibidatunganye ni iki?

5Icyoroshye ni ikihe: ari ukuvuga ngo 'Ibyaha byawe urabikijijwe', cyangwa kuvuga ngo 'Haguruka ugende'?

6None rero, kugira ngo mumenye ko Umwana w'umuntu afite ububasha bwo gukiza ibyaha mu nsi... », abwira ikirema ati «Haguruka, ufate ingobyi yawe, witahire!»

7Arahaguruka, arataha.

8Rubanda babibonye, barakangarana; nuko basingiza Imana yahaye abantu ububasha bungana butyo.

### Yezu atora Matayo, akanasangira n'abanyabyaha

(Mk 2,13–17 ; Lk 5,27–32)

9Yezu arakomeza, yigiye imbere, abona umuntu wicaye mu biro by'imisoro, akitwa Matayo. Aramubwira ati «Nkurikira!» Arahaguruka, aramukurikira.

10Nuko, igihe Yezu yari ku meza iwe, abasoresha benshi n'abanyabyaha baraza, basangira na we n'abigishwa be.

11Abafarizayi babibonye, babaza abigishwa be bati «Ni iki gituma umwigisha wanyu asangira n'abasoresha n'abanyabyaha?»

12We rero abyumvise, aravuga ati «Abazima si bo bakeneye umuvuzi, ahubwo ni abarwayi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Nimugende rero, musiganuze icyo iri jambo rivuga ngo*'Icyo nshaka ni impuhwe, si
igitambo.'* Erega sinazanywe no guhamagara intungane, ahubwo abanyabyaha.»

### Yezu akiranura impaka zerekeye gusiba kurya

(Mk 2,18–22 ; Lk 5,33–39)

14Nuko abigishwa ba Yohani baramusanga, ni ko kumubaza bati «Ni iki gituma twebwe n'Abafarizayi dusiba kurya, naho abigishwa bawe ntibasibe?»

15Yezu arabasubiza ati «Birakwiye se ko abakwe bagira ishavu bakiri kumwe n'umukwe? Ariko hazaza igihe umukwe azabavanwamo , ni bwo bazasiba.

16Ntawe utera igitambaro gishya ku mwenda ushaje, kuko icyo kiremo cyakurura uwo mwenda, ukarushaho gucika.

17Nta n'ushyira divayi nshya mu masaho ashaje, naho ubundi amasaho yasandara, divayi ikameneka, kandi ya masaho akaba apfuye ubusa. Ubusanzwe bashyira divayi nshya mu masaho mashya, byombi bikarama.»

### Yezu azura umukobwa w'umutware

(Mk 5,21–43 ; Lk 8,40–56)

18Igihe akibabwira, umutware aramwegera, amupfukama imbere, amubwira ati «Umukobwa wanjye amaze gupfa; ngwino umuramburireho ikiganza, arakira.»

19Yezu arahaguruka, aramukurikira n'abigishwa be.

20Nuko umugore wari umaze imyaka cumi n'ibiri ava amaraso, amuturuka inyuma, akora ku ncunda z'igishura cye.

21Kuko yibwiraga ati «Mfa gusa gukora ku gishura cye ngakira!»

22Yezu akebutse aramurabukwa, aravuga ati «Humura, mwana wanjye, ukwemera kwawe kuragukijije.» Ako kanya umugore arakira.

23Yezu ageze mu rugo rw'umutware abona abavuza imyironge n'abantu benshi baboroga, aravuga ati

24«Nimuhave, uwo mukobwa ntiyapfuye; arasinziriye.» Nuko baramuseka.

25Bamaze gusohora abo bantu, arinjira, amufata ukuboko, maze umukobwa arahaguruka.

26Iyo nkuru isakara muri icyo gihugu cyose.

### Yezu akiza impumyi ebyiri

27Yezu akomeza kugenda, impumyi ebyiri ziramukurikira, zisakuza, ziti «Mwana wa Dawudi , tugirire impuhwe!»

28Ageze imuhira, impumyi ziramwegera maze arazibaza ati «Mwemera ko nshobora gukora ibyo ngibyo?» Ziti «Yego, Nyagasani.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

29Nuko abakora ku maso, avuga ati «Nibibabere uko mubyemera!»

30Nuko amaso yabo arahumuka. Hanyuma Yezu arabihanangiriza, ati «Mumenye ntihagire ubimenya!»

31Ariko bo bagitirimuka aho, bamwamamaza muri icyo gihugu cyose.

### Yezu akiza ikiragi

(Lk 11,14–15)

32Bakiva aho, bamuzanira umuntu wahanzweho na roho mbi yamuteraga kuba ikiragi.

33Roho mbi imaze kwirukanwa, icyo kiragi kiravuga. Rubanda baratangara bati «Nta bintu nk'ibi byigeze biboneka muri Israheli!»

34Abafarizayi bo baravuga bati «Sekibi, umutware wa roho mbi, ni we yirukanisha roho mbi.»

### Yezu agirira rubanda impuhwe

(Mk 6,6 ; Lk 10,2)

35Yezu yazengurukaga imigi yose n'insisiro, yigisha mu masengero yabo, akwiza Inkuru Nziza y'Ingoma, ari na ko akiza icyitwa indwara n'ubumuga bwose.

36Abonye iyo mbaga y'abantu, abagirira impuhwe, kuko bari barushye kandi bameze nk'intama zitagira umushumba.

37Nuko abwira abigishwa be ati «Imyaka yeze ni myinshi, ariko abakozi ni bakeya;

38nimusabe rero Nyir'imyaka yohereze abakozi mu mirima ye.»

## Matayo 10

### Yezu atora ba Cumi na babiri

(Mk 3,16–19 ; Lk 6,14–16)

1Amaze guhamagara abigishwa be cumi na babiri, abaha ububasha bwo kuganza roho mbi no kuzirukana, n'ubwo gukiza icyitwa indwara n'icyitwa ubumuga cyose.

2Dore amazina y'izo ntumwa cumi n'ebyiri: uwa mbere ni Simoni witwa Petero, na Andereya murumuna we; Yakobo mwene Zebedeyi, na Yohani murumuna we;

3Filipo na Baritolomayo, Tomasi na Matayo umusoresha; Yakobo mwene Alufeyi na Tadeyo;

4Simoni w'i Kana, na Yuda Isikariyoti wa wundi wamugambaniye.

### Yezu yohereza ba Cumi na babiri mu butumwa

(Mk 3,16–19 ; Lk 6,14–16)

5Abo cumi na babiri Yezu abohereza mu butumwa, kandi abihanangiriza agira ati «Ntimwerekeze mu karere k'abanyamahanga kandi ntimwinjire mu migi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

y'Abanyasamariya;

6ahubwo musange intama zazimiye z'umuryango wa Israheli.

7Aho munyura, muvuge ko Ingoma y'ijuru yegereje.

8Mukize abarwayi, muzure abapfuye, ababembe mubakize, mwirukane roho mbi. Mwahawe ku buntu, mutange ku buntu.

9Ntimwitwaze zahabu, feza cyangwa ibiceri mu mikandara yanyu;

10ntimujyane kandi uruhago rw'urugendo, amakanzu abiri, cyangwa inkweto, habe n'inkoni, kuko umukozi akwiye ifunguro.

11Aho mugeze mu mugi cyangwa mu rusisiro, mujye mubaririza umuntu ukwiriye kubakira, maze mugume iwe kugeza igihe muzagendera.

12Nimugera iwe, mumwifurize amahoro.

13Niba urwo rugo ruyakwiye, amahoro yanyu azarutahemo; niba rutayakwiye, amahoro yanyu azabagarukira.

14Nibanga kubakira no kumva amagambo yanyu, muve muri urwo rugo cyangwa muri uwo mugi, mukunguta umukungugu wo ku birenge byanyu.

15Ndababwira ukuri: ku munsi w'urubanza, Sodoma na Gomorabizadohorerwa kurusha uwo mugi.

### Intumwa zizatotezwa
(Mk 13,9–13 ; Lk 12,12–19)

16Dore, mbohereje nk'intama mu birura; murabe rero inyaryenge nk'inzoka, mube n'intaryarya nk'inuma.

17Muritondere abantu, kuko bazabagabiza inkiko zabo, kandi bakabakubitira mu masengero yabo.

18Bazabajyana imbere y'abatware n'abami, ari jye muzira, kugira ngo mumbere abagabo mu maso yabo, n'imbere y'abanyamahanga.

19Igihe rero bazabagabiza inkiko, ntimuzakurwe umutima n'ibyo muzavuga n'uburyo muzabivuga; icyo muzavuga muzakibona icyo gihe,

20kuko atari mwe muzavuga, ahubwo ni Roho wa So uzabavugiramo.

21Umuvandimwe azatanga uwo bava inda imwe, ngo bamwice, umubyeyi n'umwana we bibe uko; bazahinduka ababyeyi, babicishe.

22Muzangwa na bose muzira izina ryanjye, ariko uzakomera kugeza ku ndunduro, uwo ni we uzarokoka.

23Nibabahiga mu mugi uyu n'uyu, muhungire mu wundi. Ndababwira ukuri:

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Ntimuzarinda guhetura imigi yose ya Israheli, Umwana w'umuntu ataraza.

24Umwigishwa ntasumba umwigisha we, n'umugaragu ntasumba shebuja.

25Ahubwo umwigishwa nabe nk'umwigisha, n'umugaragu amere nka shebuja, maze ibyo bibe bihagije. Niba nyir'urugo baramwise Belizebuli, bazavuga iki ku bo mu rugo rwe?

### Ntimuzatinye kubashirikira ikinyoma!

(Mk 8,38 ; Lk 12,2–9)

26Ntimukabatinye rero, kuko nta kintu gihishe kitazagaragara, nta n'igihishiriwe kitazamenyekana.

27Icyo mbabwiriye mu mwijima, muzakivugire ahabona; icyo mbongorereye ahiherereye, muzagitangarize ahirengeye.

28Ntimugatinye abica umubiri, ariko badashobora kwica ubugingo; ahubwo mutinye Ushobora kuroha ubuzima n'umubiri icyarimwe mu nyenga y'umuriro.

29Mbese ibishwi bibiri ntibigura igiceri? Nyamara nta kigwa hasi muri byo, So atabishaka!

30Naho mwe, imisatsi yo ku mutwe wanyu yose irabaze!

31Ntimugatinye rero: mwebwe murushije agaciro ibishwi byinshi.

32Umuntu wese uzanyemera mu maso y'abantu, nanjye nzamwemera imbere ya Data uri mu ijuru;

33naho uzanyihakana mu maso y'abantu, nanjye nzamwihakana mu maso ya Data uri mu ijuru.

### Yezu atera ubwivangure mu bantu

(Lk 12,51–53)

34Ntimugire ngo nazanywe no gukwiza amahoro ku isi; sinaje gukwiza amahoro, ahubwo nazanye inkota.

35Koko naje gushyamiranya umuhungu na se, umukobwa na nyina, umukazana na nyirabukwe:

36maze abanzi b'umuntu bakazaba abo mu rugo rwe.

### Gukurikira Yezu biruta byose

(Mk 8,34–35 ; Lk 14,26–27 ; 9,23–24)

37Ukunda se cyangwa nyina kunduta, ntakwiriye kuba uwanjye. Ukunda umuhungu cyangwa umukobwa we kunduta, ntakwiriye kuba uwanjye.

38Udatwara umusaraba we ngo ankurikire, ntakwiriye kuba uwanjye.

39Uwihambira ku bugingo bwe azabubura, naho uzahara ubugingo bwe ari jye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

agirira, azabuhorana.

### Ingororano y'abazakira abavandimwe babo neza

(Mk 9,37.41 ; Lk 9,48 ; 10,16)

40Ubakiriye neza, ni jye aba yakiriye, n'unyakiriye aba yakiriye Uwantumye.

41Uwakiriye neza umuhanuzi kuko ari umuhanuzi, azahabwa ingororano y'umuhanuzi; n'uwakiriye intungane neza kuko ari intungane, azahabwa ingororano y'intungane.

42Uzaba yarahaye icyo kunywa umwe muri aba baciye bugufi, n'aho rwaba uruho rw'amazi afutse, kuko ari umwigishwa wanjye, ndababwira ukuri: ntazabura ingororano ye.»

## Matayo 11

1Yezu amaze guha abigishwa be cumi na babiri ayo mabwiriza, aherako ajya kwigisha no kwamamaza Inkuru Nziza mu migi yabo.

### Yohani Batisita atuma kuri Yezu

(Lk 7,18–35)

2Yohani, aho yari mu buroko, amaze kumva ibyo Kristu akora, yohereza babiri mu bigishwa be kumubaza bati

3«Mbese uri Wawundi ugomba kuza, cyangwa dutegereze undi ?»

4Yezu arabasubiza ati «Nimugende mutekerereze Yohani ibyo mwumva n'ibyo mubona:

5impumyi zirabona, abacumbagira baragenda, ababembe barakira, ibipfamatwi birumva, abapfuye barazuka, n'abakene barigishwa Inkuru Nziza.

6Hahirwa utazagushwa n'ibyo nkora!»

7Izo ntumwa zitirimutse,Yezu abwira rubanda ibya Yohani,ati «Mwagiye kureba iki mu butayu?Urubingo se ruhubanganywa n'umuyaga?

8Mwagiye kureba iki?Umuntu se wambaye imyenda y'agatangaza?... Abambaye iy'agatangaza se ko batuye mu ngoro z'abami!

9Nk'ubwo se, mwagiye kureba iki? Umuhanuzi se? Koko rero ndabibabwiye, ndetse atambutse umuhanuzi.

10Ni we banditseho *ngo'Dore nohereje intumwa yanjye imbere yawe, kugira ngo izagutegurire inzira.'*»

11Ndababwira ukuri: mu bana babyawe n'abagore, ntihigeze kuboneka uruta Yohani Batisita; nyamara umuto mu Ngoma y'ijuru, aramuruta.

12Guhera igihe cya Yohani Batisita kugeza ubu, Ingoma y'ijuru iraharanirwa,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ab'ibyihare ni bo bayikukana.

13Ni uko Abahanuzi bose kimwe n'Amategeko bavuze kugeza kuri Yohani.

14Kandi niba mushaka kunyemera, ni we Eliya wagombaga kuza.

15Ufite amatwi yo kumva niyumve!

16Mbese ab'iki gihe nabagereranya na bande? Bameze nk'abana bicaye ku bibuga,
bagahamagara abandi,

17bati 'Twavugije umwironge, maze ntimwabyina! Duteye indirimbo z'amaganya,
ntimwarira!'

18Koko rero Yohani yaje atarya, atanywa, bati 'Yahanzweho!'

19Naho Umwana w'umuntu aje arya kandi anywa, bati 'Ni igisambo, ni umusinzi, ni
incuti y'abasoresha n'abanyabyaha !' Nyamara ubuhanga bw'Imana bwagaragajwe
n'ibikorwa byayo.»

### Umuvumo w'imigi yegereye inkombe z'ikiyaga

(Lk 10,12–15)

20Nuko atangira gutonganya imigi yabonye ibitangaza bye byinshi, ikarenga
ntiyihane, avuga ati

21«Iyimbire, Korazini! Iyimbire, Betsayida! Kuko ibitangaza byabakorewemo, iyo
bikorerwa muri Tiri no muri Sidoni, baba barisubiyeho kuva kera, bakambara
ibigunira bakisiga ivu.

22Ni cyo gituma mbibabwiye: ku munsi w'urubanza muzahanwa kurusha Tiri na
Sidoni.

23Naho wowe, Kafarinawumu, ubona ko uzakuzwa kugera mu bicu? Uzarohwa mu
kuzimu. Kuko ibitangaza byagukorewemo, iyo bikorerwa muri Sodoma, iba ikiriho
n'ubu.

24Ni cyo gituma ku munsi w'urubanza uzahanwa kurusha igihugu cya Sodoma.»

### Inkuru Nziza ihishurirwa abaciye bugufi

(Lk 10,21–22)

25Icyo gihe Yezu yungamo ati «Dawe, Mutegetsi w'ijuru n'isi, ngushimiye ko ibyo
wabihishe abanyabwenge n'abahanga, ukabihishurira abaciye bugufi.

26Koko, Dawe, ni ko wabyishakiye.

27Byose nabyeguriwe na Data, kandi nta we uzi Mwana keretse Data, nta n'uzi Data,
keretse Mwana n'uwo Mwana ashatse kumuhishurira.

28Nimungane mwese, abarushye n'abaremerewe, jye nzabaruhura.

29Nimwikorere umutwaro wanjye, kandi mundebereho, kuko ngira umutima ugwa

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

neza kandi nkoroshya; muzamererwa neza mu mitima yanyu.

30Koko rero umutwaro wanjye uroroshye, n'ibyo mbakorera ntibiremereye.»

## Matayo 12

### Abigishwa bamamfuza ingano
(Mk 2,23–28 ; Lk 6,1–5)

1Icyo gihe, ku munsi w'isabato, Yezu anyura mu mirima yeze. Abigishwa be bakaba
bashonje, bamamfuza ingano, barazirya.

2Abafarizayi babibonye baramubwira bati «Dore re, abigishwa bawe barakora
ibyabujijwe ku isabato !»

3Ariko we arababwira ati «Ntimwasomye uko Dawudi yabigenjeje, igihe yari ashonje,
we n'abo bari kumwe?

4Uko yinjiye mu Ngoro y'Imana, n'uko bariye imigati y'umumuriko batashoboraga
kurya, kuko yari igenewe abaherezabitambo bonyine?

5Cyangwa se ntimwasomye mu Mategeko uko abaherezabitambo bakorera mu
Ngoro y'Imana ku munsi w'isabato bahora bica ikiruhuko cyayo, ntibibabere icyaha?

6Nyamara rero ndabibabwiye: hano hari igitambutse iyo Ngoro.

7Iyo musobanukirwa n'iri jambo ngo *'Icyo nshaka ni impuhwe, si igitambo ',* ntimuba
mwarahamije icyaha abaziranenge.

8Koko, Umwana w'umuntu ni Umugenga w'isabato.»

### Yezu akiza umuntu waremaye ikiganza
(Mk 3,1–6 ; Lk 6,6–11)

9Avuye aho, ajya mu isengero ryabo.

10Maze ubwo hakaba umuntu ufite ikiganza cyumiranye. Nuko baramubaza bati «Ese
biremewe gukiza umuntu ku munsi w'isabato?», bagira ngo babone icyo bamurega.

11We rero arabasubiza ati «Ni nde muri mwe wagira intama imwe, yagwa mu mwobo
ku munsi w'isabato, ntajye kuyikuramo?

12Nyamara umuntu arushije kure intama agaciro! Nuko rero biremewe kugira neza
ku munsi w'isabato.»

13Hanyuma abwira uwo muntu ati «Rambura ikiganza cyawe.» Arakirambura, nuko
kimera neza, kiba kizima nk'ikindi.

14Ni bwo Abafarizayi basohotse, bajya inama yo gushaka uko bamwicisha.

### Yezu «Umugaragu w'Imana»

15Yezu abimenye, ava aho hantu. Abantu benshi baramukurikira, nuko arabakiza

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bose,

16kandi arabihanangiriza ngo boye kumwamamaza.

17Bityo huzuzwa ibyavuzwe n'umuhanuzi Izayi, ngo

18*«Dore Umugaragu wanjye nitoreye, Inkoramutima yanjye natonesheje rwose.*
*Nzamushyiraho Roho wanjye, na we azamenyeshe abanyamahanga ukuri.*

19*Ntazatongana, ntazasakuza,nta n'uzumva ijwi rye mu makoraniro.*

20*Ntazavuna urubingo rwarabiranye, ntazazimya ifumba icyaka. Azakomeza ukuri*
*kuzarinde gutsinda;*

21*abanyamahanga bazizera Izina rye.»*

### Yezu na Belizebuli
(Mk 3,22–30 ; Lk 11,14–23)

22Nuko Yezu bamuzanira umuntu wahanzweho na roho mbi, akaba impumyi
n'ikiragi; aramukiza, nuko ikiragi kiravuga kandi kirareba.

23Rubanda rwose baratangara, baravuga bati «Aho uriya ntiyaba Mwene Dawudi?»

24Abafarizayi babyumvise, baravuga bati «Belizebuli, umutware wa roho mbi, ni we
yirukanisha roho mbi.»

25Yezu amenye ibyo batekereza, arababwira ati «Ingoma yabyaye amahari
irarimbuka: nta mugi, nta rugo byasubiranamo ngo bikomere.

26Niba Sekibi yirukana Sekibi, ubwo ni we wirwanya. Ingoma ye izakomera ite?

27Niba kandi ari Belizebuli nirukanisha roho mbi, abana banyu bazirukanisha nde?
Ni bo rero bazababera abacamanza.

28Ariko niba ari Roho w'Imana nirukanisha roho mbi, ni uko Ingoma y'Imana
yabagezemo.

29Cyangwa se, umuntu ashobora ate kwinjira mu nzu y'umunyamaboko no gusahura
ibintu bye atabanje kumuboha? Ni bwo yabona kumusahurira inzu.

30Utari kumwe nanjye arandwanya, n'utarunda hamwe nanjye aranyanyagiza.

31Ni cyo gituma mbabwira nti: Icyaha cyose n'ubutukamana bwose bizababarirwa,
ariko gutuka Roho Mutagatifu ntibizababarirwa.

32Kandi nihagira uvuga Umwana w'umuntu nabi, azagirirwa imbabazi; ariko navuga
nabi Roho Mutagatifu, ntazagirirwa imbabazi, ari muri iki gihe, ari no mu kizaza.

### Igiti kirangwa n'imbuto zacyo
(Lk 6,44–45)

33Niba mufite igiti cyiza, n'imbuto zacyo zizaba nziza; nyamara nimugira igiti kibi,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n’imbuto zacyo zizaba mbi: kuko igiti kirangwa n’imbuto zacyo.

34 Mwa nyoko mbi z’impiri mwe, mwashobora mute kuvuga amagambo meza kandi muri babi? N’ubundi akuzuye umutima gasesekara ku munwa!

35 Umunyamico myiza avana mu mutima we ibyiza bibitsemo; n’umunyamico mibi akavana mu mutima we ibibi byawusabitse.

36 Ndabibabwira: ku munsi w’urubanza, abantu bazabazwa ijambo ryose ritagira aho rishingiye bazaba baravuze.

37 Kuko amagambo yawe ari yo azatuma uba intungane, cyangwa se agatuma ucibwa.»

### Ikimenyetso cya Yonasi
(Mk 8,11–12 ; Lk 11,29–32)

38 Nuko bamwe mu bigishamategeko no mu Bafarizayi baraterura, bati «Mwigisha, turifuza kubona ukora igitangaza.»

39 Arabasubiza ati «Iyi nyoko mbi kandi y’abahemu irashaka ikimenyetso! Nta kindi kimenyetso izahabwa, atari icy’umuhanuzi Yonasi.

40 Nk’uko Yonasi yamaze mu nda y’igifi iminsi itatu n’amajoro atatu, ni na ko Umwana w’umuntu azamara mu nda y’isi iminsi itatu n’amajoro atatu.

41 Ku munsi w’urubanza, Abanyaninivi bazahagurukira ab’iyi ngoma, maze babatsinde, kuko bo bumvise inyigisho za Yonasi maze bakisubiraho, kandi hano hari uruta Yonasi!

42 Umwamikazi w’igihugu cy’epfo azahagurukira ab’iyi ngoma kuri uwo munsi w’urubanza, maze abatsinde, kuko yaturutse iyo gihera aje kumva ubuhanga bwa Salomoni , kandi hano hari uruta Salomoni!

### Roho mbi ntigenda ngo ihere
(Lk 11,24–26)

43 Iyo roho mbi ivuye mu muntu, ibungera ahantu h’agasi, ishaka uburuhukiro maze ikabubura.

44 Nuko ikibwira iti ’Nsubiye mu nzu yanjye navuyemo.’ Yahagera igasanga idatuwe, ikubuye, iteguye.

45 Nuko ikagenda ikazana roho mbi zindi ndwi ziyitambukije ubugome, zikaza zikahatura. Nuko imimerere ya nyuma y’uwo muntu ikarushaho kuba umwaku. Nguko uko bizamerera iki gisekuru kibi.»

### Bene wabo wa Yezu
(Mk 3,31–35 ; Lk 8,19–21)

46 Akibwira rubanda, nyina n’abavandimwe be baba bari hanze, bashaka kugira icyo bamubwira. (

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

47Nuko umuntu aramubwira ati «Dore nyoko n'abavandimwe bawe bahagaze hanze, barashaka ko muvugana.»)

48Yezu asubiza uwari ubimubwiye, ati «Mama ni nde, n'abavandimwe banjye ni bande?»

49Nuko arambura ukuboko yerekeje ku bigishwa be, ati «Dore mama n'abavandimwe banjye!

50Kuko ukora icyo Data wo mu ijuru ashaka wese, ni we muvandimwe wanjye, na mushiki wanjye, na mama.»

## Matayo 13

### Umugani w'umubibyi

(Mk 4,1–9 ; Lk 8,4–8)

1Uwo munsi Yezu ava imuhira, maze yicara ku nkombe y'inyanja.

2Abantu benshi bamuteranira iruhande, bituma ajya kwicara mu bwato, naho rubanda rwose ruhagaze ku nkombe.

3Ababwirira byinshi mu migani, ati «Umubibyi yavuye iwe ajya kubiba.

4Nuko igihe abiba, imbuto zimwe zigwa iruhande rw'inzira, inyoni ziraza zirazirya.

5Izindi zigwa mu rubuye, ntizahasanga igitaka cyinshi, nuko zimera vuba, kuko igitaka cyari gike;

6izuba rivuye zirashya, ziruma, kuko zitari zifite imizi.

7Izindi zigwa mu mahwa, amahwa arakura, nuko arazipfukirana.

8Izindi zigwa mu gitaka cyiza, nuko zera imbuto, imwe ijana, indi mirongo itandatu, indi mirongo itatu.

9Ufite amatwi, niyumve!»

### Igituma Yezu avugira mu migani

(Mk 4,10–12 ; Lk 10,9–10)

10Abigishwa baramwegera, baramubaza bati «Igituma ubabwira mu migani ni iki?»

11Arabasubiza ati «Mwebweho mwahawe kumenya amabanga y'Ingoma y'ijuru; naho bo, ntibabihawe.

12Kuko ufite byinshi ari we uzongererwa agakungahara; naho ufite bike, n'icyo yari afite bazakimwaka.

13Ni cyo kintera kubabwirira mu migani, kuko bareba ntibabone, bategea amatwi ntibumve kandi ntibasobanukirwe.

14Bityo ubuhanuzi bwa Izayi bubuzurizwaho, ngo *'Kumva muzumva, ariko*


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

*ntimuzasobanukirwa;kureba muzareba, ariko ntimuzabona.*

15*Kuko umutima w'uwo muryango unangiye, bipfutse amatwi bahunza n'amaso, bagira ngo batabona, bagira ngo batumva, bagira ngo umutima wabo udasobanukirwa, bakisubiraho, nkabakiza !'*

16Mwebweho, amaso yanyu arahirwa kuko abona, n'amatwi yanyu arahirwa kuko yumva.

17Ndababwira ukuri: abahanuzi benshi n'intungane nyinshi bifuje kubona ibyo muruzi ntibabibona, kumva ibyo mwumva ntibabyumva!

### Yezu asobanura umugani w'umubibyi

(Mk 4,13–20 ; Lk 8,11–15)

18Mwebweho rero, nimwumve icyo umugani w'umubibyi uvuga.

19Umuntu wese wumva ijambo ry'Imana, ariko ntaryiteho, ameze nk'imbuto yabibwe iruhande rw'inzira: Sekibi araza akamukuramo icyari cyabibwe mu mutima we.

20Imbuto yabibwe mu rubuye, isobanura umuntu wumva ijambo, ako kanya akaryakirana ibyishimo,

21nyamara ntirimucengeremo ngo rimushingemo imizi kubera ko ahora ahindagurika; iyo hadutse amagorwa cyangwa ibitotezo bitewe n'iryo jambo, agwa ako kanya.

22Naho imbuto ibibwe mu mahwa, yo isobanura umuntu wumva neza ijambo, ariko imihihibikano y'isi n'ibishuko by'ubukungu bigapfukirana iryo jambo, rigapfa ubusa.

23Hanyuma imbuto ibibwe mu gitaka cyiza, isobanura uwumva ijambo akaryitaho: uwo arera akabyara imbuto, umwe ijana, undi mirongo itandatu, undi mirongo itatu.»

### Umugani w'urumamfu mu murima

24Abacira undi mugani ati «Ingoma y'ijuru imeze nk'umuntu wabibye imbuto nziza mu murima we.

25Ariko igihe abantu basinziriye, umwanzi we araza, abiba urumamfu hagati y'ingano, nuko arigendera.

26Ingano ziramera, zimaze kugengarara, ubwo urumamfu na rwo ruragaragara.

27Abagaragu basanga nyir'umurima, baramubaza bati 'Shobuja, ntiwari warabibye imbuto nziza mu murima wawe? Ni iki gituma harimo n'urumamfu ?'

28Arabasubiza ati 'Ni umwanzi wabigize !' Abagaragu barongera bati 'Urashaka ko tujya kururandura?'

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

29Ati ’Oya, muri uko gutoranya urumamfu, mutavaho murandura n’ingano.

30Nimureke bikure byombi kugeza mu isarura; igihe cy’isarura nzabwira abasaruzi,
nti ’Nimubanze mutoranye urumamfu muruhambiremo imiba, muyijugunye mu
muriro; naho ingano muzihunike mu kigega cyanjye.’»

### Umugani w’imbuto ya sinapisi

(Mk 4,30–32 ; Lk 13,18–19)

31Abacira undi mugani ati «Ingoma y’ijuru imeze nk’imbuto ya sinapisi, umuntu
yateye mu murima we.

32Ni yo ntoya mu mbuto zose, ariko iyo imaze gukura, isumba imyaka yose yo mu
murima, ndetse ikaba igiti, ku buryo inyoni zo mu kirere ziza kwarika mu mashami
yacyo.»

### Umugani w’umusemburo

(Lk 13,20–21)

33Abacira undi mugani ati «Ingoma y’ijuru imeze nk’umusemburo umugore yavanze
n’incuro eshatu z’ifu, kugeza igihe byose bitutumbye.»

### Akamaro k’imigani

(Mk 4,33–34)

34Ibyo byose Yezu yabibwiraga rubanda mu migani, nta cyo yababwiraga
atababwiriye mu migani;

35bityo huzuzwa ibyo umuhanuzi yavuze ati *«Umunwa wanjye uzavuga mu migani,
nzamamaza ibyahishwe kuva isi ikiremwa.»*

### Yezu asobanura umugani w’urumamfu mu murima

36Hanyuma asiga aho rubanda, ajya imuhira. Nuko abigishwa be baramwegera,
baramubaza bati «Dusobanurire umugani w’urumamfu rwo mu murima.»

37Arabasubiza ati «Ubiba imbuto nziza ni Umwana w’umuntu;

38umurima ni isi; imbuto nziza ni abana b’Ingoma; urumamfu ni abana ba Nyakibi;

39umwanzi warubibye ni Sekibi; isarura ni iherezo ry’isi; abasaruzi ni abamalayika.

40Nk’uko rero batoranya urumamfu, bakarujugunya mu muriro, ni ko bizagenda mu
iherezo ry’isi.

41Umwana w’umuntu azohereza abamalayika be, bavangure mu Ngoma ye abateye
abandi kugwa mu cyaha bose, n’inkozi z’ibibi zose,

42maze babarohe mu nyenga y’umuriro, aho bazaririra kandi bagahekenya amenyo.

43Ubwo intungane zizabengerana nk’izuba mu Ngoma ya Se. Ufite amatwi, niyumve!

### Umugani w’ikintu cy’agaciro n’uw’isaro

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

44Ingoma y'ijuru imeze nk'ikintu cy'agaciro gakomeye gihishe mu murima; umuntu iyo akiguyeho, yongera kugihisha, akagenda yishimye, agatanga ibyo atunze byose, akagura uwo murima.

45Byongeye kandi Ingoma y'ijuru imeze nk'umucuruzi washakashakaga amasaro meza.

46Yabona isaro rimwe ry'agaciro kanini, akagenda, akagurisha ibyo atunze byose, maze akarigura.

### Umugani w'urushundura

47Byongeye kandi Ingoma y'ijuru imeze nk'urushundura banaze mu nyanja, maze rugafata amafi y'amoko yose.

48Iyo rwuzuye, barukururira ku nkombe, hanyuma bakicara, bakarobanurira mu bitebo afite akamaro, naho adafite akamaro bakayajugunya.

49Ni ko bizamera mu iherezo ry'isi: abamalayika bazaza batandukanye intungane n'abagome.

50Maze bo babarohe mu nyenga y'umuriro; aho bazaririra kandi bagahekenya amenyo.

### Inyigisho nshya n'izishaje

51Ibyo byose mwabyumvise?» Bati «Yee.»

52Arongera ati «Ni cyo gituma umwigishamategeko wese, wigishijwe iby'Ingoma y'ijuru, asa na nyir'urugo ukura mu bushyinguro bwe ibishya n'ibishaje.»

### Yezu ajya i Nazareti

(Mk 6,1–6 ; Lk 4,16–24)

53Yezu arangije iyo migani, ava aho.

54Nuko ajya mu karere k'iwabo, ahigishiriza abantu mu isengero ryabo, bituma batangara bavuga bati «Ubu buhanga n'ubu bubasha bwinshi abikomora he?

55Uriya si umwana wa wa mubaji? Nyina ntiyitwa Mariya? Abavandimwe be si Yakobo, Yozefu, Simoni na Yuda?

56Bashiki be bose ntiduturanye? None se biriya byose abikomora he?»

57Nuko abatera imbogamizi. Yezu ni ko kubabwira ati «Koko nta handi umuhanuzi asuzugurirwa keretse mu gihugu cye no muri bene wabo.»

58Nuko aho ntiyahakorera ibitangaza byinshi, abitewe n'ukutemera kwabo.

## Matayo 14

### Yohani Batisita acibwa umutwe

(Mk 6,14–29 ; Lk 9,7–9)

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1Icyo gihe Herodi, umutware w'intara ya Galileya, yumva iby'ubwamamare bwa Yezu.

2Nuko abwira ibyegera bye, ati «Uriya muntu ni Yohani Batisita, ni we wazutse mu bapfuye! Ni cyo gituma afite ububasha bwo gukora ibitangaza.»

3Koko Herodi yari yarafashe Yohani, aramuboha aranamufungisha, abitewe na Herodiya, umugore w'umuvandimwe we Filipo.

4Kuko Yohani yamubwiraga, ati «Ntibyemewe ko umutunga.»

5Herodi asigara ashaka kumwica, ariko agatinya rubanda rwabonaga ko Yohani ari umuhanuzi.

6Ku munsi wo kwibuka ivuka rya Herodi, umukobwa wa Herodiya abyinira mu ruhame, Herodi aranyurwa.

7Ni bwo arahiriye kumuha icyo ari bumusabe cyose.

8Nuko uwo mukobwa amaze kugirwa inama na nyina, aravuga ati «Ngaho mpera aha ngaha ku mbehe, umutwe wa Yohani Batisita.»

9Umwami ni ko kubabara, ariko kubera indahiro yagiriye imbere y'abatumirwa be, ategeka ko bawumuha.

10Yohereza ujya gucira Yohani umutwe mu nzu y'imbohe.

11Umutwe bawuzana ku mbehe, bawuha wa mukobwa, awushyira nyina.

12Nuko abigishwa ba Yohani baraza batwara umurambo we, barawuhamba. Hanyuma bajya kubimenyesha Yezu.

### Yezu agaburira abantu ibihumbi bitanu

(Mk 6,30–44 ; Lk 9,10–17 ; Yh 6,1–14)

13Yezu amaze kubyumva, ajya mu bwato, agana ahantu h'ubutayu hitaruye; rubanda rubimenye ruva mu migi, rumukurikira ku maguru.

14Amaze kwambuka, abona abantu benshi, abagirira impuhwe; akiza ibimuga byabo.

15Bugorobye, abigishwa be baramwegera, bati «Aha hantu ntihatuwe, kandi umunsi uciye ikibu; none sezerera aba bantu bajye mu ngo kwigurira ibyo barya.»

16Ariko Yezu we arababwira ati «Bikwiririrwa bajyayo; nimubahe ibyo kurya mwebwe ubwanyu.»

17Baramusubiza bati «Dufite hano imigati itanu n'amafi abiri gusa.»

18Arababwira ati «Nimubinzanire hano.»

19Amaze gutegeka ko bicaza abantu mu byatsi, afata ya migati itanu na ya mafi abiri, areba ku ijuru, ashimira Imana; hanyuma amanyura ya migati ayiha abigishwa be, na

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bo bayiha rubanda.

20Bose bararya barahaga. Nuko barundarundira hamwe ibisigaye, byuzura inkangara cumi n'ebyiri!

21Nyamara abariye bari ibihumbi bitanu, batabariyemo abagore n'abana.

### Yezu agenda ku mazi

(Mk 6,45–52 ; Yh 6,16–21)

22Nuko Yezu aherako ategeka abigishwa be kujya mu bwato no kumutanga hakurya, igihe agisezerera rubanda.

23Amaze kubasezerera, azamuka umusozi kugira ngo asengere ahiherereye. Umugoroba ukuba ari wenyine.

24Naho ubwato bwari bugeze kure y'inkombe, buhungabanywa n'imivumba, kuko umuyaga wabuturukaga imbere.

25Nuko bujya gucya, aza abasanga agenda hejuru y'inyanja.

26Abigishwa babonye agenda hejuru y'inyanja, bakuka umutima, bati «Ni Baringa!» Bashya ubwoba, ni ko kuvuza induru.

27Ako kanya Yezu arababwira, ati «Nimuhumure, ni jye; mwigira ubwoba!»

28Petero ni ko kumusubiza ati «Nyagasani, niba ari wowe, tegeka ko ngusanga ngenda ku mazi.»

29Yezu ati «Ngwino.» Nuko Petero ava mu bwato agenda ku mazi asanga Yezu.

30Ariko abonye ko umuyaga uteye inkeke, agira ubwoba atangira kurohama, nuko atera hejuru ati «Nyagasani, nkiza!»

31Ako kanya Yezu arambura ukuboko, aramusingira, ati «Wa mwemera gato we, ni iki cyatumye ushidikanya?»

32Nuko bageze mu bwato, umuyaga urahosha.

33Abari mu bwato bamupfukamira bavuga bati «Koko uri Umwana w'Imana!»

### Yezu akiza abarwayi mu gihugu cya Genezareti

(Mk 6,53–56)

34Bamaze kwambuka, bagera mu karere ka Genezareti.

35Abantu b'aho bamumenye, bakwiza inkuru muri ako karere kose; ni ko kumuzanira abarwayi babo bose.

36Baramwinginga ngo abareke bakore ku ncunda z'igishura cye gusa, nuko abazikozeho bose bagakira.

## Matayo 15

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Yezu ajya impaka n'Abafarizayi

(Mk 7.1–13)

1Abafarizayi n'abigishamategeko baturutse i Yeruzalemu ni ko kwegera Yezu, bati

2«Ni iki gituma abigishwa bawe bica umuco w'abakurambere? Dore ntibakaraba iyo bagiye gufungura!»

3Arabasubiza ati «Mwebwe se, ni iki gituma mwica itegeko ry'Imana, mubikurije ku muco wanyu ?

4Dore Imana yaravuze iti *'Jya wubaha so na nyoko',* kandi iti *'Uzatuka se cyangwa nyina, azicwe.'*

5Mwebweho ariko muravuga ngo: Umuntu wese ubwira se cyangwa nyina, ati 'Ibintu najyaga kuzagufashisha, nabituye Imana',

6ntaba agitegetswe gufasha se na nyina. Bityo mukaba mukuyeho ijambo ry'Imana mukurikije umuco wanyu!

7Mwa ndyarya mwe! Izayi yabahanuyeho neza, igihe avuze ati

8*'Uyu muryango unyubahisha ururimi gusa, naho imitima yabo indi kure.*

9*Icyubahiro bampa ni amanjwe: inyigisho bigisha ni amategeko y'abantu gusa.'*»

## Ibihumanya umuntu

(Mk 7.14–23)

10Nuko Yezu ahamagara rubanda, ni ko kubabwira ati «Nimutege amatwi maze mwumve!

11Si igishyirwa mu kanwa gihumanya umuntu; ahubwo ikiva mu kanwa, ni cyo gihumanya umuntu.»

12Nuko abigishwa be baramwegera baramubwira bati «Aho uzi ko Abafarizayi bumvise ayo magambo, bikabarakaza?»

13Yezu ati «Agati kose kadateretswe na Data wo mu ijuru, kazarandurwa.

14Nimubihorere: ni impumyi zirandata izindi impumyi! Kandi iyo impumyi irandase indi mpumyi, zombi zigwa mu mwobo.»

15Petero araterura ati «Dusobanurire uwo mugani.»

16Yezu ati «Namwe ntimuramenya ubwenge?

17Ntimwumva se ko igishyirwa mu kanwa cyose, kijya mu nda, hanyuma kikajya mu musarane,

18naho ibiva mu kanwa bituruka mu mutima akaba ari byo bihumanya umuntu?

19Koko rero, mu mutima ni ho haturuka ibitekerezo bibi, ubwicanyi, ubusambanyi,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ingeso mbi, ubujura, ububeshyi n'ubutukanyi.

20Ngibyo ibyanduza umuntu; naho kurya udakarabye si byo bihumanya umuntu.»

### Umukanahanikazi yemera Yezu

(Mk 7.24–30)

21Hanyuma Yezu ava aho, yerekeza mu karere k'i Tiri n'i Sidoni.

22Nuko Umukanahanikazi ava ku nkiko y'icyo gihugu, atera hejuru ati «Mbabarira, Nyagasani, Mwana wa Dawudi! Umukobwa wanjye yashegeshwe na roho mbi!»

23Ariko Yezu ntiyagira icyo amusubiza. Nuko abigishwa baramwegera, baramwinginga bati «Mwirukane, kuko adusakuza inyuma.»

24Ariko we arabasubiza, ati «Nta handi noherejwe, kereka mu ntama zazimiye zo mu muryango wa Israheli.»

25Ariko uwo mugore aramwegera, aramupfukamira, avuga ati «Nyagasani, ntabara!»

26Aramusubiza ati «Ntibikwiye gufata umugati w'abana ngo uwujugunyire ibibwana.»

27Umugore na we ati «Ni koko, Nyagasani, ariko n'ibibwana birya utuvungukira tugwa aho ba shebuja bafunguriye.»

28Nuko Yezu aramusubiza ati «Wa mugore we, ukwemera kwawe kurakomeye; nibikumerere uko ubishaka!» Ako kanya umukobwa we arakira.

### Yezu akiza abantu benshi iruhande rw'ikiyaga

(Mk 7.31)

29Nuko Yezu ava aho, afata ku nkombe y'inyanja ya Galileya. Azamuka umusozi, nuko aricara.

30Abantu benshi baramusanga, bazanye abacumbagira, ibimuga, impumyi, ibiragi n'abandi benshi, babashyira imbere ye arabakiza.

31Nuko rubanda baratangara babonye ibiragi bivuga, ibimuga bikize, abacumbagira bagenda, impumyi zibona, maze basingiza Imana ya Israheli.

### Yezu agaburira abantu ibihumbi bine

(Mk 8.1–10)

32Yezu ahamagara abigishwa be, arababwira ati «Iyi mbaga nyifitiye impuhwe, kuko hashize iminsi itatu bankurikiye, kandi bakaba badafite ibyo barya. Kubohereza bashonje simbishaka; hato batagwa mu nzira.»

33Abigishwa baramubwira bati «Turakura he muri ubu butayu imigati ihagije abantu bangana batya?»

34Yezu arabaza ati «Mufite imigati ingahe?» Baramusubiza bati «Irindwi, n'udufi dukeya.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

35Nuko ategeka rubanda kwicara hasi.

36Hanyuma afata ya migati irindwi na ya mafi, ashimira Imana, arayimanyura, maze
ayiha abigishwa be, bayiha rubanda.

37Bose bararya barahaga. Nyuma bakoranya ibisate bisigaye, byuzura inkangara
ndwi!

38Nyamara abariye bari ibihumbi bine, batabariyemo abagore n'abana.

39Yezu amaze gusezerera rubanda, ajya mu bwato, berekeza mu karere ka Magadani.

## Matayo 16

### Yezu bamwaka ikimenyetso kimanutse mu ijuru

(Mk 8,11–13 ; Lk 12,54–56)

1Nuko Abafarizayi n'Abasaduseyi baramusanga, bagira ngo bamwinje, bamusaba
ikimenyetso giturutse mu ijuru.

2Arabasubiza ati «Ku mugoroba, muravuga muti 'Hazaba umucyo kuko ijuru ari
umutuku';

3no mu museke, muti 'Uyu munsi uraba mubi kuko ijuru ari urwijiji'. Bityo
mukamenya gusobanura neza uko ijuru risa, nyamara ntimushobore kumenya
ibimenyetso by'iki gihe turimo!

4Iki gisekuru kibi kandi cy'abasambanyi kirashaka ikimenyetso! Ariko nta kindi
kimenyetso bazabona, atari icya Yonasi.» Ubwo abasiga aho arigendera.

### Umusemburo w'Abafarizayi n'Abasaduseyi

(Mk 8,14–21 ; Lk 12,1–6)

5Igihe bambukaga ngo bafate hakurya, abigishwa basanga bibagiwe kujyana imigati.

6Nuko Yezu arababwira ati «Murabe maso kandi mwirinde umusemburo
w'Abafarizayi n'uw'Abasaduseyi.»

7Naho bo mu mutima baribwira bati «Ni uko tutazanye imigati.»

8Yezu arabimenya, arababwira ati «Mwa bemera gato mwe, n'iki gituma mujya
impaka ngo ntimwazanye imigati?

9Ntimurasobanukirwa? Ntimwibuka se ya migati itanu yahagije abantu ibihumbi
bitanu, n'umubare w'inkangara mwahavanye?

10Ntimwibuka se ya migati irindwi yahagije abantu ibihumbi bine, n'umubare
w'inkangara mwahavanye?

11Ni iki gituma mutumva ko atari imigati navugaga, igihe nababwiraga nti
'Nimwirinde umusemburo w'Abafarizayi n'uw'Abasaduseyi!'»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12Nuko bumva ko atari yababwiye kwirinda umusemburo w'imigati, ahubwo
kwirinda inyigisho z'Abafarizayi n'iz'Abasaduseyi.

### Petero yemeza ko Yezu ari Umwana w'Imana

(Mk 8,27–30 ; Lk 9,18–21)

13Yezu ageze mu gihugu cya Kayizareya ya Filipo, atangira kubaza abigishwa be, ati
«Abantu bavuga ko Umwana w'umuntu ari nde?»

14Baramusubiza bati «Bamwe bavuga ko ari Yohani Batisita, abandi ko ari Eliya,
abandi ko ari Yeremiya cyangwa umwe mu bandi bahanuzi.»

15Yongera kubabaza ati «Mwebwe se, muvuga ko ndi nde?»

16Simoni Petero aramusubiza ati «Wowe uri Kristu, Umwana w'Imana Nzima !»

17Yezu amusubiza, agira ati «Urahirwa, Simoni mwene Yonasi, kuko atari umubiri
n'amaraso byabiguhishuriye, ahubwo ni Data uri mu ijuru.

18Noneho nkubwiye ko uri Urutare, kandi kuri urwo rutare nzubakaho Kiliziya
yanjye, n'ububasha bwo mu kuzimu ntibuzayitsinda.

19Nzaguha imfunguzo z'Ingoma y'ijuru: icyo uzaba waboshye mu nsi, kizabohwa no
mu ijuru; n'icyo uzaba wabohoye mu nsi, kizabohorwa no mu ijuru.»

20Hanyuma yihanangiriza abigishwa kutagira uwo babwira ko ari Kristu.

### Yezu avuga ubwa mbere ko azapfa akazuka

(Mk 8,31–33 ; Lk 9,22)

21Kuva ubwo Yezu atangira kumenyesha abigishwa be ko agomba kujya i
Yeruzalemu kuhababarizwa cyane n'abakuru b'imiryango, n'Abaherezabitambo
bakuru, n'abigishamategeko, akicwa kandi akazazuka ku munsi wa gatatu.

22Petero aramwihugikana, aramutonganya avuga ati «Biragatsindwa, Nyagasani!
Ibyo ntibizakubeho!»

23Ariko we ahindukirana Petero, aramubwira ati «Hoshi, mva iruhande, Sekibi !
Umbereye umutego kuko ibitekerezo byawe bitavuye ku Mana, ahubwo ku bantu!»

### Ibintu ngombwa ku bashaka gukurikira Yezu

(Mk 8,34—9,1 ; Lk 9,23–27)

24Nuko Yezu abwira abigishwa be, ati «Niba hari ushaka kunkurikira ajye
yiyibagirwa ubwe, aheke umusaraba we, maze ankurikire!

25Kuko uzashaka gukiza ubugingo bwe, azabubura; naho uzahara ubugingo bwe ari
jye agirira, azabukiza.

26Umuntu watunga isi yose, ariko akabura ubugingo bwe, byaba bimumariye iki?
Cyangwa se umuntu yagurana iki ubugingo bwe?

27Kandi Umwana w'umuntu agomba kuzagaruka mu ikuzo rya Se, ashagawe

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'abamalayika, maze ubwo akagororera umuntu wese akurikije imigirire ye.

28Ndababwira ukuri: mu bari hano harimo abatazapfa batabonye Umwana w'umuntu aje mu ikuzo ry'Ingoma ye.»

## Matayo 17

### Yezu yihindura ukundi

(Mk 9,2–10 ; Lk 9,28–36)

1Hashize iminsi itandatu, Yezu ajyana na Petero, na Yakobo, na Yohani umuvandimwe we ukwabo mu mpinga y'umusozi muremure.

2Nuko yihindurira ukundi mu maso yabo: uruhanga rwe rubengerana nk'izuba, imyambaro ye yererana nk'urumuri.

3Ubwo Musa na Eliya bababonekera, baganira na we.

4Petero ni ko guterura abwira Yezu, ati «Nyagasani, kwibera hano ntako bisa; niba ubishaka ngiye kuhaca ibiraro bitatu, kimwe cyawe, ikindi cya Musa, n'ikindi cya Eliya.»

5Akivuga ibyo, igihu kibengerana kirabatwikira; ijwi riturukamo rivuga riti «Uyu ni Umwana wanjye nkunda cyane unyizihira; nimumwumve!»

6Abigishwa babyumvise, bitura hasi bubitse amaso, bafite ubwoba bwinshi.

7Nuko Yezu arabegera, abakoraho, arababwira ati «Nimubaduke, mwitinya!»

8Bubuye amaso, ntibagira undi babona kereka Yezu wenyine.

9Bamanuka umusozi, Yezu arabihanangiriza ati «Ntimugire uwo mubwira ibyo mumaze kubona, kugeza ubwo Umwana w'umuntu azaba amaze kuzuka mu bapfuye.»

### Intumwa zibaza Yezu ibya Eliya

(Mk 9,11–13)

10Nuko abigishwa baramubaza bati «Ni kuki abigishamategeko bavuga ko Eliya ari we ugomba kubanza kuza ?

11Arabasubiza ati «Ni koko, Eliya azaza kandi atunganye byose;

12ariko mbabwire: Eliya yaraje, nyamara ntibamumenye, ahubwo bamugiriye nabi uko bishakiye. N'Umwana w'umuntu bazamubabaza batyo.»

13Nuko abigishwa bamenya ko ari Yohani Batisita yababwiraga.

### Umunyagicuri uhanzweho na roho mbi

(Mk 9,14–29 ; Lk 9,37–43)

14Bageze iruhande rw'inteko y'abantu, umuntu yegera Yezu, amupfukamira agira ati

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15«Nyagasani, babarira umwana wanjye urwaye igicuri, akaba ameze nabi. Kenshi yiroha mu muriro, ubundi mu mazi.

16Namuzaniye abigishwa bawe ntibashobora kumukiza.»

17Yezu arasubiza ati «Mbe bantu b'iki gihe, b'abemera gato kandi b'inkozi z'ibibi, nzabana namwe kugeza ryari? Nzabiyumanganya mpereze hehe? Nimumunzanire hano.»

18Nuko Yezu acyaha iyo roho mbi, imuvamo, ako kanya arakira.

19Nuko abigishwa begera Yezu, baramubaza bati «Ni iki gituma twebwe tutashoboye kuyirukana?»

20Arababwira ati «Ni uko mufite ukwemera guke. Koko ndababwira ukuri: iyo mugira ukwemera kungana n'impeke y'ururo, mwabwiye uyu musozi muti 'Va aha ngaha, ujye hariya', ukahajya; kandi nta cyashobora kubananira.»

(21... )

### Yezu avuga ubwa kabiri ko azapfa akazuka

(Mk 9,30–32 ; Lk 9,43–45)

22Umunsi umwe bateraniye mu Galileya, Yezu arababwira ati «Umwana w'umuntu agiye gushyirwa mu maboko y'abantu,

23bakazamwica, ariko akazazuka ku munsi wa gatatu.» Ibyo birabashavuza cyane.

### Yezu na Petero batanga umusoro w'Ingoro y'Imana

24Bageze i Kafarinawumu, abasoresha b'Ingoro begera Petero, baramubaza bati «Mbese Umwigisha wanyu ntatanga ituro ry'Imana?»

25Arabasubiza ati «Araritanga.» Igihe bageze imuhira, Yezu aramutanguranwa, aramubwira ati «Simoni, ubyumva ute? Abami b'isi bahabwa na bande imisoro cyangwa amaturo? Babihabwa n'abana babo cyangwa se na rubanda?»

26Amushubije ati «Ni rubanda», Yezu arongera ati «Nuko rero abana ntibabitegekwa.

27Nyamara, kugira ngo tudaha urugero rubi bariya bantu, jya ku nyanja urohe ururobo. Ifi ya mbere uri bufate, uyasamure; urayisangamo igiceri, ukijyane, maze ukibaheho ituro ryanjye n'iryawe.»

## Matayo 18

### Ni nde uruta abandi?

(Mk 9,33–37 ; Lk 9,46–48)

1Icyo gihe abigishwa begera Yezu, baramubaza bati «Mbese ubona ari nde uruta abandi mu Ngoma y'ijuru?»

2Ahamagara umwana muto, amushyira hagati yabo,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3nuko aravuga ati «Ndababwira ukuri: nimudahinduka ngo mumere nk'abana, nta bwo muzinjira mu Ngoma y' ijuru.

4Uwicisha bugufi wese nk'uyu mwana, uwo ni we usumba abandi mu Ngoma y'ijuru.

5Uwakira neza umwana nk'uyu ari jye agirira, ni jye aba yakiriye.

### Ingaruka z'abagusha abandi mu cyaha

(Mk 9,42–48 ; Lk 17,1–2)

6Ariko nihagira ugusha mu cyaha umwe muri bene aba bato banyemera, ikimukwiye ni uko bamuhambira ku ijosi urusyo rusheshwa n'indogobe maze akarohwa mu nyanja rwagati.

7Isi iragowe kubera ibibi byayo bigusha abantu mu byaha! Kubuza ibigusha abantu mu byaha ntibishoboka, ariko hagowe umuntu biturukaho!

8Niba ikiganza cyawe cyangwa ikirenge cyawe bigutera gukora icyaha, bice ubijugunye kure yawe! Ikiruta ni uko wajya mu bugingo ucitse ukuboko cyangwa ucumbagira, aho gutabwa mu muriro w'iteka, ufite ibiganza byawe byombi cyangwa ibirenge byombi.

9Ijisho ryawe kandi nirikubera impamvu yo gukora icyaha, rinoboremo maze urijugunye kure yawe! Ikiruta ni uko wakwinjira mu bugingo ufite ijisho rimwe, aho gutabwa mu nyenga y'umuriro, ufite amaso yombi.

### Intama yazimiye

(Lk 15,1–7)

10Mwirinde kugira uwo musuzugura muri abo bato; koko rero ndababwira ko mu ijuru abamalayika babo badahwema kureba uruhanga rwa Data wo mu ijuru.

12Mwe murabibona mute? Niba umuntu afite intama ijana, iyo imwe muri zo izimiye, ntasiga za zindi mirongo urwenda n'icyenda ku musozi, akajya gushaka iyazimiye?

13Kandi iyo ahiriwe akayibona, ndababwira ukuri: imutera ibyishimo biruta ibyo aterwa na za zindi mirongo urwenda n'icyenda zitazimiye.

14Ni na ko So wo mu ijuru adashaka ko hari umwe muri abo bato uzimira.

### Guhana bya kivandimwe

15Mugenzi wawe naramuka acumuye, umusange maze umuhane mwiherereye. Nakumva, uzaba ukijije uwo muvandimwe.

16Natakumva, uzashake umuntu umwe cyangwa babiri, kugira ngo ibyo bikiranurwe n'abagabo babiri cyangwa batatu.

17Niyanga kumva abo ngabo, ubibwire ikoraniro. Niyanga kumva ikoraniro, abe akubereye nk'umunyamahanga n'umusoresha.

18Ndababwira ukuri: ibyo muzaba mwaboshye mu nsi byose, bizabohwa no mu ijuru;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n’ibyo muzaba mwabohoye mu nsi, bizabohorwa no mu ijuru.

### Gusengera hamwe

19Byongeye kandi ndababwira ukuri: niba babiri muri mwe ku isi bashyize hamwe ngo bagire icyo basaba, bazagihabwa na Data uri mu ijuru.

20Koko, iyo babiri cyangwa batatu bateraniye hamwe mu izina ryanjye, mba ndi aho hagati yabo.»

### Kubabarira abatubabaje

(Lk 17,4)

21Nuko Petero aramwegera, aramubaza ati «Nyagasani, uwo tuva inda imwe nancumuraho, nzamubabarire kangahe? Nzageza ku ncuro ndwi?»

22Yezu aramusubiza ati «Sinkubwiye kugeza kuri karindwi, ahubwo kuri mirongo irindwi karindwi.

### Umugani w’umugaragu utagira impuhwe

23Nuko rero Ingoma y’ijuru imeze nk’umwami washatse ko abagaragu be bamumurikira ibintu bye.

24Atangiye kumurikisha, bamuzanira umwe wari umurimo amatalenta ibihumbi cumi.

25Uwo muntu abuze icyo yishyura, shebuja ategeka ko bamugura, we n’umugore n’abana be, n’ibye byose, bityo akaba yishyuye umwenda we.

26Nuko umugaragu arapfukama, arunama, avuga ati ’Nyorohera, nzakwishyura byose.’

27Shebuja agize impuhwe, aramurekura kandi amurekera uwo mwenda we.

28Uwo mugaragu akivaho, ahura n’umwe muri bagenzi be wari umurimo umwenda w’amadenari ijana, amufata mu muhogo aramuniga, ati ’Ishyura ibyo undimo byose.’

29Nuko mugenzi we amupfukama imbere, aramwinginga ati ’Nyorohera, nzakwishyura.’

30Ariko undi ntiyabyemera, ahubwo aragenda, amuroha mu nzu y’imbohe kugeza igihe yishyuriye umwenda we.

31Bagenzi be babibonye, birabarakaza cyane; ni ko kujya kubwira shebuja ibyabaye byose.

32Nuko shebuja aramutumiza, aramubwira ati ’Wa mugaragu mubi we, nakurekeye umwenda wawe wose kuko unyinginze;

33wowe se ntiwagombaga kugirira mugenzi wawe impuhwe nk’uko nazikugiriye?’

34Shebuja ararakara, amugabiza abamubabaza kugeza igihe yishyuriye umwenda we

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

wose.

35Nguko uko Data wo mu ijuru azabagirira, nimutababarira bagenzi banyu mubikuye
ku mutima.»

## Matayo 19

### Kirazira ko abashakanye batandukana

(Mk 10,1–12 ; Lk 16,18)

1Yezu amaze gutanga izo nyigisho, ava muri Galileya, ajya mu ntara ya Yudeya iri
hakurya ya Yorudani.

2Abantu benshi baramukurikira arahabakiriza.

3Nuko Abafarizayi baramwegera, bamubaza bamwinja, bati «Ese biremewe ko
umugabo yasenda umugore we ku mpamvu ibonetse yose ?»

4Arabasubiza ati «Ntimwasomye ko kuva mu ntangiriro, Rurema *yabaremye ari*
*umugabo n'umugore*,

5kandi ko yavuze ati *'Ni cyo gituma umugabo azasiga se na nyina kugira ngo yegukire*
*umugore we, maze bombi bakaba umubiri umwe gusa '?*

6Bityo rero ntibaba bakiri babiri, ahubwo baba umubiri umwe. Nuko rero icyo Imana
yafatanyije, umuntu ntakagitandukanye!»

7Baramubaza bati «Ariko se, ni iki gituma Musa yategetse gutanga urwandiko
rw'isenda mbere yo kwirukana umugore?»

8Arabasubiza ati «Ni umutima wanyu w'indashoboka watumye Musa abemerera
kwirukana abagore banyu, ariko si ko byahoze.

9Naho jye mbabwiye ko umuntu wese wirukanye umugore we — uretse iyo
babanaga bitemewe n'Amategeko — kandi akazana undi, aba asambanye.»

### Ukudashaka kubera Ingoma y'ijuru

10Abigishwa baramubwira bati «Niba ari uko bimeze ku mugabo n'umugore, ikiruta
ni ukudashaka.»

11Ni ko kubasubiza ati «Bose ntibumva iyo mvugo, kereka ababihawe bonyine.

12Koko rero hariho abantu bavutse ari ibiremba, hari abandi babigizwe n'abantu,
kandi hari n'abandi bigize batyo kubera Ingoma y'ijuru. Ushobora kumva, niyumve!»

### Yezu n'abana bato

(Mk 10,13–16 ; Lk 18,15–17)

13Nuko bamuzanira abana bato ngo abashyireho ibiganza abasabira, maze abigishwa
barabakabukira.

14Yezu ni ko kubabwira ati «Nimureke abana bansange, mwibabuza kunyegera, kuko

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Ingoma y'ijuru ari iy'abameze nka bo.»

15Nuko amaze kubashyiraho ibiganza, ava aho hantu.

### Umusore w'umukungu asanga Yezu

(Mk 10,17–31 ; Lk 18,18–30)

16Nuko umuntu aramwegera ati «Mwigisha, ngomba gukora iki cyiza kugira ngo ngire ubugingo bw'iteka?»

17Yezu aramusubiza ati «Utewe n'iki kumbaza ikiri cyiza? Umwiza ni Umwe gusa. Ariko niba ushaka kugera mu bugingo, kurikiza amategeko.»

18Undi aramubaza ati «Ni ayahe se?» Yezu ati *«Ntuzice, ntuzasambane, ntuzibe, ntuzabe umushinjabinyoma,*

19*jya wubaha so na nyoko, kandi jya ukunda mugenzi wawe nk'uko wikunda.»*

20Uwo musore aramubwira ati «Ibyo byose ko nabikurikije, ni iki kindi nshigaje?»

21Yezu aramubwira ati «Niba ushaka kuba intungane, genda ugurishe ibyo utunze, ibivuyemo ubihe abakene, maze uzagire ubukungu mu ijuru; hanyuma uze unkurikire.»

22Umusore yumvise iryo jambo, agenda ababaye, kuko yari atunze ibintu byinshi.

23Nuko Yezu abwira abigishwa be ati «Ndababwira ukuri: kwinjira mu Ngoma y'ijuru biraruhije ku mukungu!

24Koko nongere mbibabwire: byoroheye ingamiya guca mu mwenge w'urushinge kurusha uko byoroheye umukungu kwinjira mu Ngoma y'ijuru.»

25Abigishwa bumvise ayo magambo, baratangara cyane, barabaza bati «Ni nde ubasha kurokoka?»

26Yezu arabitegereza maze arababwira ati «Ku bantu ntibishoboka, ariko ku Mana byose birashoboka.»

27Nuko Petero araterura, aramubwira ati «Nkatwe twaretse byose tukagukurikira, tuzamera dute?»

28Yezu arabasubiza ati «Ndababwira ukuri: mwebwe mwankurikiye, igihe byose bizavugururwa, igihe Umwana w'umuntu azaba aganje ku ntebe ye y'ikuzo, namwe muzicara ku ntebe cumi n'ebyiri mutegeke imiryango cumi n'ibiri ya Israheli;

29n'umuntu wese uzaba yararetse amazu, cyangwa abavandimwe be, cyangwa bashiki be, cyangwa se, cyangwa nyina, cyangwa abana, cyangwa isambu ye, abitewe n'izina ryanjye, azabisubizwa incuro ijana kandi azatunga ubugingo bw'iteka.

30Abenshi mu ba mbere bazaba aba nyuma, n'abenshi mu ba nyuma bazaba aba mbere.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Matayo 20

### Umugani w'abakozi mu murima w'imizabibu

1Ingoma y'ijuru imeze nka nyir'umurima wazindutse mu museke, kugira ngo ararike abamukorera mu mizabibu.

2Amaze gusezerana n'abakozi idenari imwe ku munsi, abohereza mu mizabibu ye.

3Ngo asohoke nko ku isaha ya gatatu, abona abandi bandagaye ku kibuga.

4Arababwira ati 'Namwe nimujye mu mizabibu yanjye, ndi bubahe igihembo gikwiye.'

5Maze bajyayo. Yongeye gusohoka ahagana ku isaha ya gatandatu, n'ahagana ku ya cyenda, abigenza kwa kundi.

6Yongera kugenda ku isaha ya cumi n'imwe, abona n'abandi bahagaze, arababwira ati 'Ni iki gituma mwahagaze aha ngaha umunsi wose nta cyo mukora?'

7Barasubiza bati 'Ni uko nta waturaritse.' Arababwira ati 'Namwe nimujye mu mizabibu yanjye.'

8Bugorobye, nyir'imizabibu abwira umuhingisha, ati 'Hamagara abakozi, ubahe igihembo cyabo, uhere ku baje nyuma, uheruke abaje mbere.'

9Nuko rero abo ku isaha ya cumi n'imwe baraza, maze buri muntu ahabwa idenari.

10Aba mbere baza batekereza ko bari burengerezweho; na bo ariko buri muntu ahabwa idenari imwe.

11Bayakira binubira nyir'umurima, bati

12'Abaje nyuma bakoze isaha imwe gusa, ubagiriye nka twe twahanganye n'umunsi wose n'izuba.'

13We rero asubiza umwe muri bo, ati 'Mugenzi wanjye, nta cyo nkurenganyijeho; si idenari imwe twasezeranye?

14Fata ikiri icyawe, maze wigendere. Jye nshatse guha uwaje nyuma nk'icyo nguhaye.

15Sinshobora se kugenza uko nshaka mu byanjye? Cyangwa se undebye nabi kuko ngize neza?'

16Nguko uko aba nyuma bazaba aba mbere, n'aba mbere bakazaba aba nyuma.»

### Yezu avuga ubwa gatatu ko azapfa akazuka

(Mk 10.32–34; Lk 18.31–34)

17Yezu akaba arazamuka yerekeza i Yeruzalemu, ashyira ba Cumi na babiri ukwabo, maze ababwirira mu nzira ati

18«Dore tuzamutse tujya i Yeruzalemu, maze Umwana w'umuntu azagabizwe

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

abatware b'abaherezabitambo n'abigishamategeko. Bazamucira urubanza rwo gupfa,

19bazamugabiza abanyamahanga kugira ngo ashinyagurirwe, akubitwe, maze abambwe ku musaraba; ariko ku munsi wa gatatu azazuke.»

### Nyina wa Yakobo na Yohani abasabira kuri Yezu

(Mk 10.35–45; Lk 22.25–27)

20Nuko nyina wa bene Zebedeyi asanga Yezu ari kumwe n'abahungu be bombi, arapfukama, ashaka kugira icyo amusaba.

21Yezu aramubaza ati «Urashaka iki?» Undi aramusubiza ati «Dore aba bahungu banjye bombi, tegeka ko bazicarana nawe, umwe iburyo, undi ibumoso, mu Ngoma yawe.»

22Yezu arabasubiza ati «Ntimuzi icyo musaba; mushobora se kunywera ku nkongoro ngiye kunyweraho?» Baramusubiza bati «Turabishobora.»

23Yezu ati «Koko muzanywera ku nkongoro yanjye, naho kwicara iburyo n'ibumoso bwanjye, si jye ubitanga: ni ibyo abo Data yabigeneye.»

24Abandi cumi babyumvise barakarira abo bavandimwe bombi.

25Nuko Yezu arabahamagara, arababwira ati «Muzi ko abahawe kugenga amahanga, bayagenga uko bashatse, kandi ko abatware bayo bayategekesha agahato.

26Kuri mwebwe rero, si ko bimeze. Ahubwo ushaka kuba mukuru muri mwe, niyigire umuhereza wanyu;

27uzashaka kandi kuba uwa mbere muri mwe, azihindure umugaragu wanyu.

28Ni nk'uko Umwana w'umuntu ataje gukorerwa, ahubwo yaje gukorera abandi no gutanga ubugingo bwe ngo bube incungu ya benshi».

### Impumyi ebyiri z'i Yeriko

(Mk 10.46–52; Lk 18.35–43)

29Igihe bavuye i Yeriko abantu benshi baramukurikira.

30Ubwo impumyi ebyiri zari zicaye iruhande rw'inzira, zumvise ko Yezu ahise, zitera hejuru ziti «Nyagasani, Mwana wa Dawudi, tubabarire!»

31Rubanda barazicyaha ngo ziceceke, ariko zirushaho gusakuza, ziti «Nyagasani, Mwana wa Dawudi, tubabarire!»

32Yezu arahagarara, arazihamagara, arazibaza ati «Murashaka ko mbagirira nte?»

33Ziramusubiza ziti «Nyagasani, duhe guhumuka amaso!»

34Yezu agize impuhwe, azikora ku maso, maze ako kanya zirabona. Ni ko kumukurikira.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Matayo 21

### Yezu yakirwa i Yeruzalemu nk’umwami
(Mk 11,1–11 ; Lk 19,28–40 ; Yh 12,12–16)

1Igihe begereye Yeruzalemu, bageze i Betifage ku musozi w’Imizeti, Yezu yohereza babiri mu bigishwa be.

2Arababwira ati «Nimujye mu mudugudu uri imbere yanyu; ako kanya nimuhagera, murasanga indogobe iziritse hamwe n’iyayo, muziziture, muzinzanire.

3Nihagira ugira icyo ababwira, mumusubize muti ’Nyagasani arazikeneye, ariko arazohereza vuba’.»

4Ibyo byabereye kugira ngo huzuzwe ibyo umuhanuzi yavuze, ati

5*«Mubwire Umwari wa Siyoni, muti ’Nguwo Umwami wawe w’ituze agusanze yicaye ku ndogobe n’iyayo, icyana cy’itungo riheka imizigo.’»*

6Nuko abigishwa baragenda, maze bagenza uko Yezu yabibategetse;

7bazana indogobe n’iyayo. Hanyuma bazigerekaho ibishura byabo, maze Yezu yicaraho.

8Nuko abantu benshi barambura ibishura byabo mu nzira, abandi batema amashami y’ibiti maze bayasasa mu nzira.

9Nuko imbaga y’abantu yari imushagaye, bamwe imbere abandi inyuma, bose barangurura amajwi bati «Hozana ! Harakabaho mwene Dawudi! Nasingizwe Uje mu izina rya Nyagasani! Hozana, nahabwe impundu mu ijuru!»

10Igihe yinjiye muri Yeruzalemu, umurwa wose ucikamo igikuba; barabaza bati «Uwo ni nde?»

11Naho rubanda ngo «Uwo ni Umuhanuzi Yezu, wo kuri Nazareti, mu Galileya.»

### Yezu yirukana abacuruzi mu Ngoro y’Imana
(Mk 11,15–19 ; Lk 19,45–48 ; Yh 2,13–16)

12Hanyuma Yezu yinjira mu Ngoro y’Imana. Nuko yirukana abacuruzi n’abaguzi bari mu Ngoro y'Imana ; ahirika ameza y’abavunjaga amafaranga, n’intebe z’abacuruzaga inuma.

13Maze arababwira ati «Handitswe ngo *’Inzu yanjye izitwa ingoro yo gusengeramo; none mwebwe mwayigize ubuvumo bw’abajura !’»*

14Hari kandi impumyi n’abacumbagira, bamusanga mu Ngoro maze arabakiza.

15Abatware b’abaherezabitambo n’abigishamategeko, babonye ibitangaza amaze gukora n’abana basakuzaga mu Ngoro bati ’Harakabaho mwene Dawudi!» Bararakara.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16Ni ko kumubwira bati «Aho urumva ibyo bariya bavuga?» Yezu arabasubiza ati «Ndabyumva, ariko se ntimwigeze musoma aya magambo ngo *'Witeguriye igisingizo mu kanwa k'abakiri ku ibere n'ibitambambuga '?»*

17Hanyuma abasiga aho, maze ava mu murwa, ajya kurara i Betaniya.

### Umutini wumye
(Mk 11,12... 25)

18Agaruka mu murwa mu gitondo cya kare, yumva arashonje.

19Abonye igiti cy'umutini hafi y'inzira, aracyegera, ariko agisangana ibibabi bisa. Nuko arakibwira ati «Ntuzagire imbuto wera ukundi!» Maze ako kanya icyo giti cy'umutini kiruma.

20Abigishwa babibonye baratangara, bati «Cyumye gite aka kanya?»

21Yezu arabasubiza ati «Ndababwira ukuri: iyaba mwari mufite ukwemera kudashidikanya, ntimwakora gusa ibyo maze kugirira iki giti cy'umutini, ahubwo mwabwira uriya musozi muti 'Vaho wirohe mu nyanja', maze bikaba.

22Icyo muzasaba cyose musenga, mubigiranye ukwemera, muzagihabwa.»

### Abategetsi babaza Yezu inkomoko y'ububasha bwe
(Mk 11,27–33 ; Lk 20,1–8)

23Igihe amaze kwinjira mu Ngoro ariho yigisha, abatware b'abaherezabitambo n'abakuru b'umuryango, baramusanga bati «Ibyo ubikoresha bubasha ki? Ni nde waguhaye ubwo bubasha?»

24Yezu arabasubiza ati «Reka nanjye ngire icyo mbababaza; nimukimbwira nanjye ndababwira inkomoko y'ububasha nkoresha ibyo.

25Batisimu ya Yohani yaturukaga he? Ni mu ijuru cyangwa se ni ku bantu?» Ariko bo baribwira bati «Nidusubiza tuti 'Ni mu ijuru', aratubwira ati 'Mwabujijwe n'iki kumwemera?'

26Naho nidusubiza ngo 'Ni ku bantu', ntidukira rubanda kuko bose bahamya ko Yohani ari umuhanuzi.»

27Basubiza Yezu bati «Ntitubizi.» Na we arabasubiza ati «Nanjye ni uko, simbabwira inkomoko y'ububasha nkoresha ibyo.»

### Umugani w'abahungu babiri

28Ngaho nimumbwire uko mubyumva. Umugabo yari afite abahungu babiri. Asanga uwa mbere, aramubwira ati 'Mwana wanjye, uyu munsi jya gukora mu mizabibu.'

29Undi aramusubiza ati 'Ndanze!'; ariko yisubiraho, ajyayo.

30Se abwira uwa kabiri kwa kundi; undi arasubiza ati 'Yego, Mubyeyi', nyamara ntiyajyayo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

31Ni uwuhe muri abo bombi wakoze icyo se yashatse?» Bati «Ni uwa mbere.» Nuko Yezu arababwira ati «Ndababwira ukuri: abasoresha n'abakobwa b'ibyomanzi bazabatanga mu Ngoma y'Imana.

32Kuko Yohani yaje abayobora inzira y'ubutungane, maze ntimwamwemera; abasoresha bo n'abakobwa b'ibyomanzi baramwemera. Naho mwebwe mubonye urwo rugero, ntimwarushya mwisubiraho ngo mwemere.

### Umugani w'abanyamizabibu b'abahotozi

(Mk 12,1–12 ; Lk 20,9–19)

33Nimwumve undi mugani. Habayeho umuntu wari ufite umurima, awuhingamo imizabibu, awuzengurutsa uruzitiro, acukuramo urwengero, yubakamo n'umunara w'abararirizi, awatira abahinzi, maze yigira mu rugendo.

34Igihe cy'isarura cyegereje, atuma abagaragu be ku bahinzi, kugira ngo bahabwe ibyatamurima.

35Ariko abahinzi bafata abagaragu be, umwe baramukubita, undi baramwica, undi bamutera amabuye.

36Nuko arongera yohereza abandi bagaragu baruta aba mbere ubwinshi, na bo babagenza batyo.

37Hanyuma abatumaho umwana we, yibwira ati 'Umwana wanjye we nta cyo bazamutwara.'

38Ariko abahinzi babonye umwana we, barabwirana bati 'Dore uzamuzungura; nimuze tumwice, maze tuzazungure ibye!'

39Nuko baramufata, bamwigiza hirya y'imizabibu, baramwica.

40Aho nyir'imizabibu azahindukirira, azagenzereza ate abo bahinzi?»

41Baramusubiza bati «Abo batindi, azabica urw'abagome, maze imizabibu ye ayatire abandi bahinzi bazajya bamuha ibyatamurima uko isarura rigeze.»

42Nuko Yezu arababwira ati «Ntimwigeze musoma mu Byanditswe ngo *'Ibuye ryajugunywe n'abubatsi ryabaye insanganyarukuta; icyo gikorwa cya Nyagasani cyatubereye igitangaza.'*

43Ni cyo gituma mbabwira nti 'Ingoma y'Imana muzayinyagwa, maze ihabwe ihanga rizayibyaza imbuto.'

44Uzagwa kuri iryo buye, azamenagurika; kandi uwo rizagwira na we, rizamujanjagura.»

45Abatware b'abaherezabitambo n'Abafarizayi bumvise imigani ye, bamenya ko ari bo avuga.

46Nuko bashaka kumufata, ariko batinya rubanda rwabonaga ko ari umuhanuzi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Matayo 22

## Umugani w'ubukwe

(Lk 14,15–24)

1Yezu yongera kubabwirira mu migani, ati

2«Ingoma y'ijuru imeze nk'umwami wacyuje ubukwe bw'umuhungu we;

3agatuma abagaragu be guhamagara abatumiwe mu bukwe, ariko banga kuza.

4Nuko yongera gutuma abandi bagaragu, kugira ngo babwire abatumiwe bati 'Dore nateguye amazimano; ibimasa byanjye n'amatungo yanjye y'imishishe byabazwe, byose byatunganye, nimuze mu bukwe.»

5Ariko bo ntibabyitaho barigendera, umwe mu murima we, undi mu bucuruzi bwe;

6maze abandi bafata abagaragu babagirira nabi, barabica.

7Umwami ararakara, yohereza ingabo ze zirimbura abo babisha, kandi zitwika umugi wabo.

8Hanyuma abwira abagaragu be, ati 'Iby'ubukwe byateguwe, ariko abatumiwe ntibari babikwiye.

9Nimugende rero mu mayirabiri, mutumire mu bukwe abantu bose muhura.'

10Abo bagaragu bakwira amayira, bakoranya abo babonye bose, ari ababi, ari n'abeza, maze inzu y'ubukwe yuzura abatumirwa.

11Nuko umwami arinjira ngo arebe abari ku meza, maze ahabona umuntu utambaye iby'ubukwe.

12Aramubwira ati 'Mugenzi wanjye, waje ute hano udafite umwambaro w'abakwe?' Undi araceceka.

13Nuko umwami abwira abahereza, ati 'Nimumubohe amaguru n'amaboko, mumujugunye hanze mu mwijima, aho azaririra kandi agahekenya amenyo.'

14Koko hahamagarwa benshi, hagatorwa bake.»

## Umusoro wa Kayizari

(Mk 12,13–17 ; Lk 20,20–26)

15Abafarizayi baragenda, bajya inama yo gufatira Yezu ku magambo avuga.

16Nuko bamutumaho abigishwa babo n'Abaherodiyani. Baramubaza bati «Mwigisha, tuzi ko uvuga ukuri kandi ukigisha inzira y'Imana nta cyo wikanga, kuko udatinya amaso y'abantu.

17Nuko rero tubwire uko ubyumva: ese guha Kayizari umusoro, biremewe cyangwa si byo?»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

18Ariko Yezu wari uzi ubugome bwabo, arabasubiza ati «Mwa ndyarya mwe, igituma munyinja ni iki?

19Nimunyereke igiceri mutangaho umusoro.» Bamuhereza idenari.

20Nuko arababaza ati «Iri shusho n'ibyanditseho ni ibya nde?»

21Bati «Ni ibya Kayizari.» Nuko Yezu arababwira ati «Ibya Kayizari, mubisubize Kayizari, n'iby'Imana, mubisubize Imana!»

22Babyumvise baratangara, bamusiga aho barigendera.

### Ikibazo cyerekeye izuka ry'abapfuye

(Mk 12,18–27 ; Lk 20,27–38)

23Uwo munsi nanone, Abasaduseyi ba bandi bahakana iby'izuka ry'abapfuye baramwegera, baramubaza bati

24«Mwigisha, Musa yaravuze ati 'Umuntu napfa ari incike, uwo bava inda imwe ajye acyura uwo mupfakazi, kugira ngo acikure nyakwigendera.'

25Iwacu rero habayeho abavandimwe barindwi. Uwa mbere ashaka umugore, hanyuma apfa bucike, umugore we amusigira uwo bava inda imwe.

26Uwa kabiri na we bimugendekera bityo, n'uwa gatatu biba uko, kugeza ku wa karindwi.

27Amaherezo, na wa mugore aza gupfa.

28Igihe cy'izuka uwo mugore azaba uwa nde muri abo bavandimwe barindwi, ko bose bamutunze?»

29Yezu arabasubiza ati «Murayoba kuko mutazi Ibyanditswe, ntimumenye n'ububasha bw'Imana.

30Igihe cy'izuka nta we uzagira umugore, nta n'uzagira umugabo, ahubwo bazamera nk'abamalayika mu ijuru.

31Naho iby'izuka ry'abapfuye, ntimwasomye aho Imana ibabwira iti

32*'Ndi Imana ya Abrahamu, Imana ya Izaki, n'Imana ya Yakobo '?* Nta bwo rero Imana ari iy'abapfuye, ahubwo ni iy'abazima!»

33Maze rubanda bari babyumvise batangazwa n'inyigisho ze.

### Itegeko riruta ayandi

(Mk 12,28–34 ; Lk 10,25–28)

34Abafarizayi bumvise ko yazibye akanwa k'Abasaduseyi, barakorana.

35Maze umwe muri bo wari umwigishamategeko amubaza amwinja, ati

36«Mwigisha, itegeko riruta ayandi ni irihe?»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

37Aramubwira ati *«Uzakunde Nyagasani, Imana yawe, n'umutima wawe wose, n'amagara yawe yose, n'ubwenge bwawe bwose.*

38Iryo ni itegeko riruta ayandi kandi ni ryo rya mbere.

39Irya kabiri risa na ryo: *Urajye ukunda mugenzi wawe nk'uko wikunda.*

40Muri ayo mategeko uko ari abiri, habumbiyemo andi yose n'ibyo Abahanuzi bavuze.»

### Kristu asumba Dawudi

(Mk 12,35–37 ; Lk 20,41–44)

41Abafarizayi bamaze gukorana, Yezu arababaza ati

42«Icyo mutekereza kuri Kristu ni iki? Ni mwene nde?» Bati «Ni mwene Dawudi.»

43Arongera ati «Bite se ko Dawudi, abwirijwe na Roho w'Imana, amwita Umutegetsi, avuga ati

44*'Nyagasani yabwiye Umutegetsi wanjye, ati: Icara iburyo bwanjye kugeza igihe abanzi bawe mbahindura imisego y'ibirenge byawe.'*

45Uwo rero Dawudi yita Umutegetsi we, yaba umwana we ate?»

46Ntihagira ubasha kumusubiza n'ijambo na rimwe; kandi kuva uwo munsi, nta n'uwongeye gutinyuka kugira icyo amubaza.

## Matayo 23

### Yezu aburira Abigishamategeko n'Abafarizayi

(Mk 12,38–40 ; Lk 20,45–47)

1Nuko Yezu abwira rubanda n'abigishwa be, ati

2«Abigishamategeko n'Abafarizayi bicaye ku ntebe ya Musa:

3nuko rero, nimukore kandi mukurikize icyo bababwira cyose, ariko ntimukigane imigenzereze yabo, kuko bavuga kandi ntibakore.

4Bahambira imitwaro iremereye, bakayikorera abantu, ariko bo bakanga kuyikozaho n'urutoki!

5Muri byose bakorera kugira ngo abantu bababone. Ni cyo gituma barushanwa gutwara ku kuboko no ku gahanga udupapuro twanditseho Amategeko, n'incunda z'imyambaro yabo bakazigira ndende.

6Bakunda ibyicaro bya mbere aho batumiwe, n'intebe za mbere mu masengero,

7bagakunda kuramukirizwa ku karubanda no kumva abantu babita 'Mwigisha'.

8Mwebweho ntimugatume babita 'Mwigisha', kuko Umwigisha wanyu ari umwe gusa, mwese mukaba abavandimwe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Ku isi ntimukagire uwo mwita Umubyeyi wanyu, kuko mufite Umwe gusa, Imana Data uri mu ijuru.

10Ntimukemere ko babita 'Abayobozi', kuko mufite Umuyobozi umwe gusa, ari we Kristu.

11Umukuru muri mwe azabe umugaragu wanyu.

12Uzikuza wese azacishwa bugufi, naho uzicisha bugufi azakuzwa.

13Nimwiyimbire, bigishamategeko n'Abafarizayi b'indyarya, mwe mutesha abantu irembo ry'Ingoma y'ijuru! Ubwanyu ntimwinjira, maze n'ababishaka ntimureke binjira. ( )

15Nimwiyimbire, bigishamategeko n'Abafarizayi b'indyarya, mwe mubungera mu nyanja no mu bihugu kugira ngo mugire uwo muhindura, kandi mwamubona mukamugira uwo kujugunywa mu nyenga y'umuriro bitambutse ibyanyu incuro ebyiri!

16Nimwiyimbire, bayobozi muhumye, muvuga ngo 'Iyo umuntu arahije Ingoro y'Imana nta cyo bitwaye, ariko yarahiza zahabu y'Ingoro akaba akomeje.'

17Mwa basazi mwe n'impumyi ! Ikiruta ikindi ni ikihe, zahabu cyangwa Ingoro y'Imana itagatifuza iyo zahabu ?

18Murongera kandi muti 'Iyo umuntu arahije urutambiro nta cyo bitwaye, ariko yarahiza ituro riri ku rutambiro akaba akomeje.'

19Mwa mpumyi mwe! Ikiruta ikindi ni iki, ituro cyangwa urutambiro rutagatifuza ituro?

20Nuko rero kurahiza urutambiro ni ukurahiza n'ibiruriho byose;

21kurahiza Ingoro ni ukurahiza n'Uyituyemo.

22Kurahiza ijuru ni ukurahiza intebe y'Imana n'Uyicayeho.

23Nimwiyimbire, bigishamategeko n'Abafarizayi b'indyarya, mwe mutanga igice cya cumi cy'isogi, n'icy'imbwija, n'icy'inyabutongo, mwirengagije ingingo zikomeye z'amategeko: ubutabera, imbabazi, no kutaryarya. Ngibyo ibyo mwagombaga gutunganya mutirengagije n'ibindi!

24Mwa bayobozi bahumye mwe, muminina umubu ariko mukamira bunguri ingamiya!

25Nimwiyimbire, bigishamategeko n'Abafarizayi b'indyarya, mwe musukura inkongoro n'imbehe inyuma gusa, naho imbere huzuye ubwambuzi n'ingeso mbi.

26Mufarizayi w'impumyi! Banza usukure inkongoro imbere, n'inyuma habonereho kuba hasukuye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

27 Nimwiyimbire, bigishamategeko n'Abafarizayi b'indyarya, mwe mumeze nk'imva zirabye ingwa; inyuma ni nziza, naho imbere zuzuye amagufa y'abapfuye n'ibihumanya by'ubwoko bwose.

28 Namwe ni uko mumeze: imbere y'abantu mwigira intungane, nyamara mu mutima haganje uburyarya n'ubugome.

29 Nimwiyimbire, bigishamategeko n'Abafarizayi b'indyarya, mwe mwubakira imva z'abahanuzi mugasukura ibituro by'intungane

30 mukavuga ngo 'Iyo tubaho mu gihe cy'abasokuruza bacu ntituba twarafatanyije na bo kumena amaraso y'abahanuzi.'

31 Bityo mukihamya ubwanyu ko muri abana b'abishe Abahanuzi.

32 Ngaho nimwigane ba sokuruza banyu, maze mubarenze ubugome!

33 Mwa nzoka mwe, mwa nyoko z'impiri mwe, muzarokoka mute igihano cy'umuriro w'iteka?

34 Dore rero mboherereje abahanuzi, abanyabuhanga n'abigisha; muzica bamwe mubabambe ku musaraba, abandi muzabakubitira mu masengero yanyu, mubameneshe mu migi yose.

35 Bityo muzaryozwa amaraso yose atagira inenge yamenetse ku isi, kuva ku maraso ya Abeli intungane, kugera ku maraso ya Zakariya, mwene Barakiya, mwatsinze hagati y'Ingoro n'urutambiro rwayo.

36 Ndababwira ukuri, ibyo byose bizaryozwa ab'iki gihe!

### Yezu agaya Yeruzalemu, akayihanurira

(Lk 13,34–35)

37 Yeruzalemu, Yeruzalemu, wowe wica abahanuzi ugatera amabuye abagutumweho, ni kangahe nashatse kwegeranya abana bawe, nk'uko inkoko ibundikira abana bayo mu mababa, ariko wowe ukanga!

38 Dore inzu mutuyemo izabasenyukiraho.

39 Koko rero ndabibabwiye: ntimuzongera kumbona ukundi, kugeza igihe muzavuga muti*'Nasingizwe uje mu izina rya Nyagasani !'»*

## Matayo 24

### Yezu ahanura ko Ingoro y'Imana izasenywa

(Mk 13.1–4; Lk 21.5–7)

1 Nuko Yezu ava mu Ngoro y'Imana, aragenda. Abigishwa be baramwegera, bamuratira uburyo iyo Ngoro yubakitse.

2 Ariko arabasubiza, ati «Ntimubona ibi byose? Ndababwira ukuri, hano nta buye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

rizasigara rigeretse ku rindi ridashenywe.»

3Nuko amaze kwicara ku musozi w'Imizeti, abigishwa be baraza baramwegera, baramubaza biherereye, bati «Tubwire igihe ibyo bizabera, n'ikizaba ikimenyetso cy'ukuza kwawe n'icy'iherezo ry'isi.»

### Ibimenyetso bizabanziriza ayo makuba

(Mk 13.5–13; Lk 21.8–19)

4Nuko Yezu arabasubiza ati «Muramenye ntihazagire ubayobya!

5Kuko hazaduka benshi biyita izina ryanjye, bavuga ngo 'Ni jyewe Kristu', maze bakayobya benshi.

6Muzumva bavuga intambara, mwumve n'impuha zayo. Ariko ntimuzakuke umutima, kuko bigomba kuba; nyamara si byo herezo.

7Igihugu kizahagurukira ikindi, ingoma ishyamirane n'indi. Hirya no hino hazatera inzara n'imitingito y'isi.

8Ibyo byose bizamera nk'intangiriro y'ububabare bw'umugore wenda kubyara.

9Ubwo bazabagabiza ababababaza, bakanabica; muzangwa n'amahanga yose kubera izina ryanjye.

10Benshi bazaboneraho ibibagusha, maze bazasubiranemo bangane.

11Hazaduka n'abahanurabinyoma batabarika, maze bayobye abantu benshi.

12Urukundo ruzacogora muri benshi kubera ko ubugome buzaba bwiganje.

13Ariko uzakomera kugeza ku ndunduro, uwo ni we uzarokoka.

14Iyi Nkuru Nziza y'Ingoma izamamazwe ku isi yose, kugira ngo ibere gihamya amahanga yose. Ubwo ni ho iherezo rizagera.

### Amagorwa ya Yeruzalemu

(Mk 13.14–23; Lk 21.20–24)

15Nuko rero nimubona *'rya shyano ry'icyorezo'* ryavuzwe n'umuhanuzi Daniyeli rihagaze ahantu hatagatifu — usoma abyumve neza! —

16icyo gihe abazaba bari muri Yudeya bazahungire mu misozi.

17Uzaba ari hejuru y'inzu, ntazururuke ngo hari icyo agiye gufata mu nzu ye.

18Kandi uzaba ari mu murima, ntazahindukire ngo ajye gufata umwitero we!

19Hagowe abazaba batwite n'abazaba bonsa, muri iyo minsi!

20Nimusabe kugira ngo ihunga ryanyu ritazaba mu itumba cyangwa ku munsi w'isabato.

21Nuko rero hazaba amagorwa akomeye atigeze aboneka kuva aho isi yatangiriye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kugeza kuri uyu munsi, kandi adateze kuzaboneka ukundi.

22Ndetse iyo minsi iyo itagerurwa, nta kizima cyajyaga kurokoka; ariko iyo minsi izagerurwa bigiriwe abatowe.

23Nuko rero nihagira ubabwira ati 'Dore Kristu ari hano', cyangwa 'ari hariya', ntimuzabyemere.

24Koko hazaduka abiyita Kristu, haze n'abahanuzi b'ibinyoma; bazerekana ibimenyetso bikomeye, bakore n'ibitangaza, byayobya ndetse n'abatowe bibaye ibishoboka.

25Dore ndababuriye hakiri kare.

### Amaza y'Umwana w'umuntu

(Mk 13.24–31; Lk 17.23–24)

26Nibababwira ngo 'Nguriya mu butayu', ntimuzajyeyo; bati 'Nguriya ari mu nzu', ntimuzabyemere.

27Uko umurabyo urabiriza mu burasirazuba ukabonekera mu burengerazuba, ni ko ukuza k'Umwana w'umuntu kuzamera.

28Aho intumbi izaba iri hose, ni ho inkongoro zizakoranira.

29Bidatinze, nyuma y'iyo minsi y'amagorwa, izuba rizacura umwijima, ukwezi ntikuzamurika, inyenyeri zizahanuka ku ijuru, maze ibikomeye byo mu ijuru bihungabane.

30Ubwo ikimenyetso cy'Umwana w'umuntu kizaboneka mu ijuru, n'amoko yose y'isi azacure imiborogo, maze azabone Umwana w'umuntu aje ku bicu byo mu kirere afite ububasha n'ikuzo ryinshi.

31Nuko azatume abamalayika be bavuze ihembe riranguruye, bakoranye abo yatoye mu byerekezo bine by'isi, kuva aho ijuru ritangirira kugeza aho riherera.

32Nimurebere ku giti cy'umutini. Iyo amashami yacyo atoshye, n'amababi akamera, mumenya ko igihe cy'imbuto cyegereje.

33Namwe, nimubona ibyo byose bibaye, muzamenye ko Umwana w'umuntu ari hafi, ko yageze ku irembo.

34Ndababwira ukuri: iki gisekuru ntikizashira ibyo byose bitabaye.

### Murabe maso

(Mk 13.31–37; Lk 17.20–35)

35Ijuru n'isi bizashira, ariko amagambo yanjye ntazashira.

36Naho umunsi n'isaha ibyo bizabera nta we ubizi, ari abamalayika bo mu ijuru, ari Mwana, keretse Data wenyine.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

37Mu gihe cy'ukuza k'Umwana w'umuntu bizamera nko mu minsi ya Nowa.

38Muri iyo minsi yabanjirije umwuzure, bararyaga kandi baranywaga, bashakaga abagore cyangwa abagabo, kugeza umunsi Nowa yinjiriye mu bwato,

39nuko abantu ntibagira icyo bamenya, kugera igihe umwuzure uziye ukabahitana bose. Nguko uko bizamera mu gihe cy'ukuza k'Umwana w'umuntu.

40Mu bagabo babiri bazaba bari mu mirima, umwe azatwarwa undi asigare;

41mu bagore babiri bazaba basya, umwe azatwarwa undi asigare.

42Nuko rero murabe maso, kuko mutazi umunsi Umwami wanyu azaziraho.

43Murabizi: iyaba nyir'urugo yamenyaga igihe cy'ijoro umujura azaziraho, yabaye maso maze ntareke bamupfumurira inzu.

44Namwe rero nimube maso, kuko Umwana w'umuntu azaza igihe mudakeka.

### Umugani w'umugaragu w'indahemuka
(Lk 12.42–46)

45Mubirebye, ni nde mugaragu w'indahemuka kandi uzi ubwenge, atari uwo shebuja yemeye gushinga abo mu rugo rwe, kugira ngo ajye abaha igaburo ryabo ku gihe gikwiye?

46Hahirwa uwo mugaragu, shebuja azagaruka agasanga agenza atyo!

47Ndababwira ukuri: azamushinga ibyo atunze byose.

48Naho niba ari umugaragu mubi, wibwira ati 'Databuja aratinze',

49maze agatangira gukubita bagenzi be, akarya akanywa hamwe n'abasinzi,

50shebuja azaza umunsi atamwitezeho no ku isaha atazi,

51amwirukane, amuherereze mu gice cy'indyarya: aho azaririra kandi agahekenya amenyo.

## Matayo 25

### Umugani w'abakobwa cumi

1Ubwo rero Ingoma y'ijuru izagereranywa n'abakobwa cumi bafashe amatara yabo, bajya gusanganira umukwe.

2Batanu muri bo bari abapfayongo, abandi batanu ari abanyamutima.

3Abakobwa b'abapfayongo bafata amatara yabo, ariko ntibajyana amavuta yo kongeramo ;

4naho abanyamutima bafata amatara hamwe n'amavuta mu tweso.

5Nuko rero umukwe atinze, barahunyiza, bose barasinzira.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6Ariko mu gicuku akamu karavuga ngo ’Dore umukwe araje, nimujye kumusanganira!’

7Nuko ba bakobwa bose barabaduka, batunganya amatara yabo.

8Ab’abapfayongo babwira ab’abanyamutima bati ’Nimuduhe ku mavuta yanyu, kuko amatara yacu agiye kuzima.’

9Ariko abanyamutima barabasubiza bati ’Ahubwo nimugane abacuruzi, mwigurire, tutavaho tubura aduhagije twese.’

10Igihe bagiye kuyagura, umukwe aba araje; abiteguye binjirana na we mu nzu y’ubukwe, nuko umuryango urakingwa.

11Hanyuma ba bakobwa bandi baraza, barahamagara bati ’Nyagasani, Nyagasani, dukingurire!’

12We rero arabasubiza ati ’Ndababwira ukuri: simbazi!’

13Nuko rero, murabe maso, kuko mutazi umunsi n’isaha.

### Umugani w’amatalenta
(Lk 19,12–27)

14Koko, iby’icyo gihe bizamera nk’umuntu wari ugiye kujya mu rugendo, agahamagara abagaragu be, akababitsa ibintu bye.

15Umwe amuha amatalenta atanu, undi abiri, undi imwe, umuntu wese ku rugero rw’icyo ashoboye, hanyuma aragenda.

16Ako kanya uwari wahawe amatalenta atanu ajya kuyakoresha maze yunguka andi atanu.

17Uwari wahawe abiri na we, yunguka andi abiri.

18Naho uwari wahawe imwe, aragenda acukura umwobo mu gitaka maze ahishamo imari ya shebuja.

19Hashize igihe kirekire, shebuja wa ba bagaragu araza, maze abamurikisha ibintu bye.

20Uwahawe amatalenta atanu aregera maze amuhereza amatalenta atanu yandi, agira ati ’Shobuja, wari wampaye amatalenta atanu, dore andi atanu nungutse.’

21Shebuja aramubwira ati ’Ni uko, mugaragu mwiza kandi udahemuka, wabaye inyangamugayo mu bintu bike, nzagushinga ibisumbyeho; ngwino wishimane na Shobuja!’

22Uwahawe amatalenta abiri, na we araza, agira ati ’Shobuja, wari wampaye amatalenta abiri, dore andi abiri nungutse.’

23Shebuja aramubwira ati ’Ni uko, mugaragu mwiza kandi udahemuka, wabaye


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

inyangamugayo mu bintu bike, nzagushinga ibisumbyeho; ngwino wishimane na Shobuja.'

24Haza uwahawe talenta imwe, aravuga ati 'Shobuja, nzi ko uri umuntu w'umunyabugugu, usarura aho utabibye, ukanura aho utanitse.

25Naratinye, ndagenda mpisha talenta yawe mu gitaka: dore ibiri ibyawe.'

26Naho shebuja aramusubiza ati 'Mugaragu mubi kandi w'umunebwe, wari uzi ko nsarura aho ntabibye, nkanura aho ntanitse;

27uba rero warabikije imari yanjye abari kunyungukira, nagaruka nkabona ibyanjye n'inyungu.

28Nimumwambure talenta ye maze muyihe ufite amatalenta cumi;

29kuko utunze bazamuha agakungahara; naho udafite na mba bazamwaka n'utwo yaganyiragaho.

30Naho uwo mugaragu w'imburamumaro nimumujugunye hanze, aho azaririra kandi agahekenya amenyo.'

### Urubanza rw'imperuka

31Igihe Umwana w'umuntu azaza yuje ikuzo, ashagawe n'abamalayika bose, ubwo azicara ku ntebe ye y'ikuzo.

32Ibihugu byose bizakoranyirizwe imbere ye, maze azatandukanye abantu nk'uko umushumba asobanura intama n'ihene.

33Azashyira intama iburyo bwe, n'ihene ibumoso.

34Nuko rero Umwami azabwire abari iburyo bwe, ati 'Nimuze, abahawe umugisha na Data, muhabwe Ingoma mwateguriwe kuva isi ikiremwa;

35kuko nashonje mukamfungurira; nagize inyota mumpa icyo kunywa; naje ndi umugenzi murancumbikira;

36nari nambaye ubusa muranyambika; nari ndwaye muransura; nari imbohe muza kundeba.'

37Nuko intungane zizamusubize ziti 'Nyagasani, twakubonye ryari ushonje, maze turagufungurira; ufite inyota tuguha icyo unywa;

38uri umugenzi turagucumbikira; wambaye ubusa turakwambika;

39urwaye cyangwa se uri imbohe tuza kukureba?'

40Nuko Umwami azabasubize, ati 'Ndababwira ukuri: ibyo mwagiriye umwe muri abo bavandimwe banjye baciye bugufi, ni jye mwabaga mubigiriye.'

41Hanyuma azabwire n'ab'ibumoso, ati 'Nimumve iruhande, mwa bivume mwe,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mujye mu muriro w'iteka wagenewe Sekibi n'abamalayika be;

42kuko nashonje ntimwamfungurira; nagize inyota ntimwampa icyo nywa;

43naje ndi umugenzi ntimwancumbikira; nari nambaye ubusa ntimwanyambika; nari ndwaye cyangwa ndi imbohe ntimwaza kunsura.'

44Nuko abo na bo bazamubaze bati 'Nyagasani, twakubonye ryari ushonje cyangwa ufite inyota; uri umugenzi cyangwa wambaye ubusa; urwaye cyangwa uri imbohe ntitwagufasha?'

45Nuko azabasubize, ati 'Ndababwira ukuri: ibyo mutagiriye umwe muri abo baciye bugufi, ni jye mutabigiriye.'

46Maze abo bazajye mu bubabare bw'iteka, naho intungane zijye mu bugingo bw'iteka.»

## Matayo 26

### Yezu bamugambanira

(Mk 14,1–2 ; Lk 22,1–2 ; Yh 11,47–53)

1Yezu arangije izo nyigisho zose, abwira abigishwa be, ati

2«Muzi ko Pasika izaba mu minsi ibiri, maze Umwana w'umuntu agatangwa kugira ngo abambwe ku musaraba.»

3Nuko abatware b'abaherezabitambo n'abakuru b'umuryango bakoranira mu ngoro y'umuherezabitambo mukuru witwaga Kayifa,

4kugira ngo bajye inama yo gufata Yezu ku mayeri, maze bamwice.

5Icyakora baravugaga bati «Ntibizabe ku munsi mukuru, ejo rubanda rudatera imidugararo.»

### Yezu asigirwa i Betaniya

(Mk 14,3–9 ; Yh 12,1–8)

6Igihe Yezu yari i Betaniya kwa Simoni umubembe,

7umugore aza amusanga, afite urweso rwuzuye umubavu umininnye, awusuka ku mutwe wa Yezu, igihe yari ku meza afungura.

8Abigishwa babibonye, bararakara bati «Bimaze iki gupfusha ubusa bene ako kageni?

9Uwo mubavu wari kugurwa byinshi bigahabwa abakene!»

10Yezu arababwira ati «Uwo mugore muramutonganyiriza iki? Dore ibyo amaze kungirira ni byiza.

11Abakene muzabahorana iteka, ariko jye ntimuzamporana iteka.

12Kuba asize uyu mubavu umubiri wanjye, abigize ateganya ihambwa ryanjye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Ndababwira ukuri: aho iyi Nkuru Nziza izamamazwa hose, ku isi yose, bazajya bavuga n'ibyo amaze gukora, bamwibuke.»

### Ubugambanyi bwa Yuda

(Mk 14,10–11 ; Lk 22,3–6)

14Nuko umwe muri ba Cumi na babiri witwaga Yuda Isikariyoti, asanga abatware b'abaherezabitambo,

15arababwira ati «Murampa iki, nanjye nkamubagabiza?» Bamubarira ibiceri mirongo itatu bya feza.

16Kuva icyo gihe atangira gushaka uburyo buboneye bwo kumutanga.

### Itegura rya Pasika

(Mk 14,12–16 ; Lk 22,7–13)

17Umunsi wa mbere wo kurya Imigati idasembuye, abigishwa baza kubaza Yezu, bati «Aho ushaka ko tuguteguririra ibyo kurya Pasika ni he?»

18Ati «Nimujye mu murwa kwa kanaka, mumubwire muti 'Umwigisha agutumyeho ngo: Igihe cyanjye kiregereje, ndashaka kurira Pasika iwawe ndi kumwe n'abigishwa banjye.'»

19Abigishwa babigenza uko Yezu yabategetse, maze bategura ibya Pasika.

### Yezu amenyesha ubugambanyi bwa Yuda

(Mk 14,17–21 ; Lk 22,14 ; Yh 13,21–30)

20Bugorobye, Yezu ajya ku meza hamwe na ba Cumi na babiri.

21Nuko rero igihe bafungura, aravuga ati «Ndababwira ukuri: umwe muri mwe agiye kungambanira.»

22Birababababaza cyane, batangira kumubaza umwe umwe, bati «Mbese yaba ari jye, Nyagasani?»

23Arabasubiza ati «Uwo duhurije intoki ku mbehe, ni we ugiye kungambanira!

24Koko Umwana w'umuntu aragiye nk'uko Ibyanditswe bimuvuga! Ariko rero hagowe uwo muntu wemeye kugambanira Umwana w'umuntu; icyari kuba cyiza ni uko uwo muntu aba ataravutse!»

25Yuda umugambanyi na we aramubaza, ati «Aho ntiyaba jye, Mwigisha?» Yezu ati «Urabyivugiye!»

### Yezu arema Ukaristiya

(Mk 14,22–25 ; Lk 22,15–20)

26Nuko bafungura, Yezu afata umugati; amaze gushimira Imana, arawumanyura, awuhereza abigishwa be, ati «Nimwakire, murye: iki ni umubiri wanjye.»

27Arongera afata n'inkongoro, arashimira, arabahereza, ati «Nimunyweho mwese,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

28kuko iki ari amaraso yanjye, ay'Isezerano, agiye kumenerwa benshi ngo bababarirwe ibyaha.

29Ndabibabwiye, sinzongera kunywa ukundi ku mbuto y'umuzabibu kugeza ku munsi nzanywera divayi nshya hamwe namwe mu Ngoma ya Data.»

### Yezu abwira Petero ko ari bumwihakane

(Mk 14,26–31 ; Lk 22,33–34)

30Bamaze kuririmba zaburi, barasohoka bagana ku musozi w'Imizeti.

31Nuko Yezu arababwira ati «Iri joro, ibigiye kumbaho biratuma mwese muhungabana, kuko handitse ngo *'Nzakubita umushumba, maze umukumbi w'intama utatane.'*

32Ariko nimara kuzuka, nzabatanga mu Galileya.»

33Petero asubiza, amubwira ati «N'aho bose bahungabana kubera wowe, jyewe sinzigera mpungabana!»

34Yezu aramubwira ati «Ndakubwira ukuri: iri joro, isake itarabika, uranyihakana gatatu.»

35Petero aramusubiza ati «N'aho nagomba gupfana nawe, sinzakwihakana!» Abigishwa bose bavuga batyo.

### Yezu asengera i Getsemani

(Mk 14,32–42 ; Lk 22,40–46)

36Nuko Yezu ajyana na bo ahantu hitwa Getsemani maze abwira abigishwa be, ati «Nimube mwicaye aha, umwanya ngiye hariya gusenga.»

37Ajyana na Petero na bene Zebedeyi bombi, atangira kugira agahinda n'ishavu.

38Nuko arababwira ati «Umutima wanjye urashavuye byo gupfa; nimugume aha, kandi mube maso hamwe nanjye.»

39Hanyuma yigira imbere gato, agwa yubitse amaso, asenga agira ati «Data, niba bishoboka, iyi nkongoro ice kure yanjye! Nyamara ntibibe uko jye nshaka, ahubwo bibe uko wowe ushaka!»

40Agaruka ku bigishwa be, maze asanga basinziriye; nuko abwira Petero ati «Ni ibyo byawe, ntiwashoboye kuba maso hamwe nanjye isaha imwe?

41Nimube maso kandi mwambaze, kugira ngo mutaza kugwa mu gishuko: umutima w'umuntu uharanira ibyiza, naho umubiri wo ugira intege nke.»

42Arongera ajya kwambaza ubwa kabiri, ati «Data, niba iyi nkongoro idashobora guhita ntayinyoyeho, icyo ushaka nigikorwe!»

43Hanyuma agarutse, asanga na none basinziriye, kuko amaso yabo yari aremerewe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

44Arabihorera, maze yongera kujya kwambaza ubwa gatatu, asubira muri ya magambo.

45Hanyuma asanga abigishwa be, arababwira ati «Noneho nimusinzire, muruhuke! Dore isaha irageze, Umwana w'umuntu agiye gushyirwa mu maboko y'abanyabyaha.

46Nimuhaguruke, tugende! Dore untanga ari hafi.»

## Ifatwa rya Yezu

(Mk 14,43–52 ; Lk 22,47–53 ; Yh 18.2–11)

47Akivuga ibyo, Yuda umwe muri ba Cumi na babiri atunguka aherekejwe n'abantu benshi bitwaje inkota n'ibibando, boherejwe n'abatware b'abaherezabitambo n'abakuru b'umuryango.

48Umugambanyi yari yabahaye iki kimenyetso, ati «Uwo nza guhobera nkamusoma, araba ari we, mumufate.»

49Maze ako kanya yegera Yezu, ati «Ndakuramutsa, Mwigisha», nuko aramusoma.

50Naho Yezu aramubwira ati «Ncuti, kora icyakuzanye!» Nuko baratambuka, basingira Yezu, baramufata.

51Ni bwo umwe mu bari kumwe na Yezu akuye inkota ye, ayikubita umugaragu w'umuherezabitambo mukuru, amuca ugutwi.

52Nuko Yezu aramubwira ati «Subiza inkota yawe mu rwubati, kuko abarwanisha inkota bose bazicishwa inkota.

53Ubona ko ntashobora gutabaza Data akampa muri aka kanya imitwe irenze cumi n'ibiri y'abamalayika?

54Ariko se Ibyanditsweko ari uko bigomba kumera byazarangira bite?»

55Ubwo nyine Yezu abwira rubanda, ati «Mwaje n'inkota n'ibibando kumfata nk'aho ndi igisambo! Nyamara buri munsi nari nicaye mu Ngoro y'Imana nigisha, ntimwamfata.

56Ariko ibyo byose byabereye kugira ngo ibyanditswe n'Abahanuzi byuzuzwe.» Nuko abigishwa baramutererana, bose barahunga.

## Yezu imbere y'Inama Nkuru

(Mk 14,53–65 ; Lk 22,54–55.63–71 ; Yh 18,12–18)

57Abari bafashe Yezu bamujyana kwa Kayifa, umuherezabitambo mukuru, aho abigishamategeko n'abakuru b'umuryango bari bateraniye.

58Petero yari yamukurikiye yitaruye kugera ku ngoro y'umuherezabitambo mukuru, arinjira yicarana n'abagaragu bo mu rugo, ashaka kumenya amaherezo.

59Abatware b'abaherezabitambo n'Inama Nkuru yose bashakaga ibyo bahimbira Yezu ngo bamwicishe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

60Ariko ntibababibona, n'ubwo abashinjabinyoma baje ari benshi. Nyuma haza babiri,

61bati «Uyu muntu yaravuze, ati 'Nshobora gusenya Ingoro y'Imana maze nkongera kuyubaka mu minsi itatu.'»

62Nuko umuherezabitambo mukuru arahaguruka, aramubwira ati «Ko nta cyo usubiza ku byo bakurega?»

63Ariko Yezu aricecekera. Umuherezabitambo mukuru aramubwira ati «Nkurahije Imana ihoraho, ngo utubwire niba uri Kristu, Umwana w'Imana.»

64Yezu aramusubiza ati «Wabyivugiye. Byongeye kandi, nkwerurire, kuva ubu muzabona *Umwana w'umuntu yicaye iburyo bw'Ushoborabyose, kandi aje ku bicu byo mu kirere.»*

65Nuko umuherezabitambo mukuru ashishimura imyambaro ye, ati «Atutse Imana! Abagabo bandi turacyabakeneyeho iki? Dore noneho mwiyumviye ko atutse Imana!

66Murabibona mute?» Baramusubiza bati «Akwiye urupfu!»

67Nuko bamucira mu maso, bamukubita ibipfunsi, abandi bamukubita inshyi,

68bavuga bati «Umva ko uri Kristu, ngaho duhanurire! Ni nde ugukubise?»

### Petero yihakana Yezu

(Mk 14,66–72 ; Lk 22,56–62 ; Yh 18,25–27)

69Naho ubwo Petero yari yicaye hanze mu rugo. Umuja aregera, aramubwira ati «Nawe wari kumwe na Yezu Umunyagalileya.»

70Ariko we ahakanira imbere ya bose, ati «Sinumva icyo ushaka kuvuga.»

71Igihe yerekeye ku irembo, undi muja aramubona, abwira abantu bari aho, ati «Uyu yari kumwe na Yezu Umunyanazareti.»

72Nuko yongera kubihakanisha indahiro, ati «Sinzi uwo muntu!»

73Bimaze akanya, abari aho baregera, babwira Petero, bati «Koko nawe uri uwabo! N'imvugo yawe irakugaragaza.»

74Noneho atangira gutukana no gucurikiranya indahiro, ati «Uwo muntu, nta bwo muzi!» Ako kanya isake irabika.

75Nuko Petero yibuka ijambo Yezu yari yamubwiye, ati «Isake itarabika, uraba unyihakanye gatatu.» Nuko, arasohoka, arirana ishavu.

## Matayo 27

### Yezu ajyanwa kwa Pilato

(Mk 15,1–2 ; Lk 22,66—23,1 ; Yh 18.28)

1Igitondo gitangaje, abatware b'abaherezabitambo bose n'abakuru b'umuryango

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bajya inama yo kwicisha Yezu.

2Bamaze kumuboha baramushorera, bamushyira Pilato wari Umutware mukuru w'igihugu.

### Urupfu rwa Yuda

3Nuko Yuda wari wamugambaniye abonye ko bamuciriye urubanza rwo gupfa, yumva yigaye maze agarurira abatware b'abaherezabitambo n'abakuru b'umuryango bya biceri mirongo itatu bya feza, arababwira ati

4«Nacumuye, ngambanira amaraso y'umuntu w'umwere.» Baramusubiza, bati «Bidutwaye iki? Ni wowe

uzigorerwa!»

5Nuko bya biceri abijugunya imbere y'Ingoro,ava aho,ajya kwimanika.

6Abatware b'abaherezabitambo bafata bya biceri,baravugana bati «Ntibikwiye ko bishyirwa hamwe n'amaturo yandi, kuko byaguzwe amaraso y'umuntu.»

7Nuko, bamaze kujya inama, babigura umurima w'umubumbyi, ngo bajye bahahamba abagenzi.

8Ni cyo gituma uwo murima witwa «umurima w'amaraso», kugeza na n'ubu.

9Nuko huzuzwa ibyo umuhanuzi Yeremiya yavuze, ati*«Bakiriye ibiceri mirongo itatu bya feza, ari byo kiguzi cy'uwagurishijwe n'abana ba Israheli,*

10*kandi babitanga ku murima w'umubumbyi, nk'uko Nyagasani yabintegetse.»*

### Yezu imbere ya Pilato

(Mk 15,2–15 ; Lk 23, 2–5.13–25 ; Yh 18,28—19,16)

11Yezu ajyanwa imbere y'umutware mukuru w'igihugu. Umutware aramubaza ati «Ni wowe Mwami w'Abayahudi?» Yezu aravuga ati «Urabyivugiye.»

12Abatware b'abaherezabitambo n'abakuru b'umuryango bamurega byinshi, ariko we ntagire icyo asubiza.

13Nuko Pilato aramubaza ati «Ntiwumva ibyo byose bagushinja?»

14Nuko ntiyagira ijambo na rimwe amusubiza, umutware biramutangaza cyane.

15Buri munsi mukuru Umutware yari yaramenyereye kurekurira rubanda imfungwa imwe bishakiye.

16Ubwo hari imfungwa y'igihangange yitwaga Barabasi.

17Pilato abwira rubanda rwakoranye ati «Uwo mushaka ko mbarekurira ni nde, Barabasi cyangwa Yezu bita Kristu?»

18Nyamara yari azi ko bamutanze babitewe n'ishyari.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

19Mu gihe yari yicaye mu rukiko aca urubanza, umugore we amutumaho, ati «Uramenye ntiwivange mu by'uwo muntu w'intungane, dore naraye ndose byinshi byambabaje bitewe na we.»

20Ariko abatware b'abaherezabitambo n'abakuru b'umuryango bemeza rubanda ko basaba Barabasi, naho Yezu bakamwicisha.

21Nuko rero Umutware yongera kubabaza ati «Muri abo bombi uwo mushaka ko mbarekurira ni uwuhe?» Baramusubiza bati «Barabasi !»

22Pilato arababwira ati «Naho se Yezu bita Kristu, mugenze nte?» Bose barasubiza bati «Nabambwe ku musaraba!»

23We, ati «Ikibi se yakoze ni ikihe?» Ariko barushaho gusakuza, bati «Nabambwe ku musaraba!»

24Nuko Pilato abonye ko nta cyo byunguye, ahubwo ko urusaku rurushaho kwiyongera, afata amazi akarabira imbere ya rubanda, avuga ati «Ndi umwere w'ayo maraso, muzigorerwe.»

25Rubanda rwose rurasubiza ruti «Amaraso ye araduhame, twe n'abana bacu.»

26Nuko abarekurira Barabasi; naho Yezu, amaze kumukubitisha ibiboko, aramubegurira ngo abambwe ku musaraba.

### Yezu atamirizwa amahwa
(Mk 15,16–20 ; Lk 23,11 ; Yh 19,2–3)

27Nuko abasirikare b'Umutware mukuru bajyana Yezu mu gikari cy'ingoro ye, bamukoranyirizaho igombaniro ryose.

28Baramwambura, bamwambika igishura gitukura,

29hanyuma baboha ikamba ry'amahwa, barimutamiriza mu mutwe, bamufatisha n'urubingo mu kiganza cy'iburyo. Bagatera ivi imbere ye, bakamushungera bavuga bati «Urakarama, Mwami w'Abayahudi!»

30Nuko bakamuvunderezaho amacandwe, bagafata rwa rubingo bakarumukubita mu mutwe.

31Bamaze kumukwena, bamwambura igishura, bamwambika imyambaro ye, maze bamujyana kumubamba ku musaraba.

### Ibambwa rya Yezu
(Mk 1521–32 ; Lk 23,26–43 ; Yh 19,16–24)

32Basohotse bahura n'Umunyasireni witwa Simoni, bamuhatira gutwara umusaraba wa Yezu.

33Bageze ahantu hitwa Gologota, bikavuga ku Kibihanga,

34bamuha divayi ivanze n'indurwengo anywe; asomyeho yanga kuyinywa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

35Bamaze kumubamba ku musaraba bigabanya imyambaro ye bakoresheje ubufindo.

36Nuko bicara aho baramurinda.

37Hejuru y'umutwe we bahashyira urubaho rwanditseho icyo azize, ngo «Uyu ni Yezu Umwami w'Abayahudi.»

38Icyo gihe hari ibisambo bibiri byari bibambanywe na we, kimwe iburyo, ikindi ibumoso.

39Abahisi bakamutuka bazunguza umutwe,

40bavuga bati «Wowe usenya Ingoro y'Imana, ukongera kuyubaka mu minsi itatu, ikize ubwawe niba uri Umwana w'Imana, maze umanuke ku musaraba!»

41Abatware b'abaherezabitambo na bo bakamuseka, n'abigishamategeko, n'abakuru b'umuryango, bati

42«Yakijije abandi, none ntashoboye kwikiza ubwe! Harya ngo ni Umwami wa Israheli, ngaho namanuke ku musaraba tumwemere!

43Yiringiye Imana; nimukize rero ubu niba imukunze! Kuko yavuze ati 'Ndi Umwana w'Imana.'»

44N'abambuzi babambanywe na we bakamukwena batyo.

### Urupfu rwa Yezu

(Mk 15,33–39 ; Lk 23,44–48 ; Yh 19,28–30)

45Kuva ku isaha ya gatandatu kugeza ku isaha ya cyenda hacura umwijima ku isi yose.

46Ahagana ku isaha ya cyenda, Yezu avuga mu ijwi riranguruye, ati *«Eli, Eli, lama sabaktani?»* Bivuga ngo «Mana yanjye, Mana yanjye, icyatumye untererana ni iki ?»

47Bamwe mu bari aho bamwumvise, baravuga bati «Aratabaza Eliya!»

48Ako kanya umwe muri bo yiruka ajya gufata icyangwe, akivika muri divayi irura, maze agitunga ku rubingo, aramuhereza ngo anywe.

49Ariko abandi baramubwira bati «Reka turebe niba Eliya aza kumukiza!»

50Yezu yongera kurangurura ijwi cyane, nuko araca.

51Ni bwo umubambiko wo mu Ngoro y'Imana utanyutsemo kabiri, kuva hejuru kugeza hasi; isi ihinda umushyitsi, ibitare biriyasa.

52Imva zirakinguka, n'imibiri y'abatagatifu benshi bapfuye irazuka.

53Yezu amaze kuzuka, na bo bava mu mva zabo, bajya mu Murwa Mutagatifu, maze babonekera abantu benshi.

54Umutegeka hamwe n'abasirikare be barindanaga Yezu, babonye umutingito w'isi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'ibyari bibaye, bagira ubwoba bwinshi, baravuga bati «Uyu koko yari Umwana w'Imana!»

### Ihambwa rya Yezu

(Mk 15,40–47 ; Lk 23,49–56 ; Yh 19,38–42)

55Aho hari abagore benshi bareberaga kure; abo ni abari barakurikiye Yezu kuva mu Galileya bamukorera.

56Barimo Mariya Madalena, na Mariya nyina wa Yakobo na Yozefu, na nyina wa bene Zebedeyi.

57Bugorobye, haza umuntu w'umukire w'i Arimatiya, witwa Yozefu, na we akaba yari umwigishwa wa Yezu.

58Asanga Pilato, amusaba umurambo wa Yezu. Nuko Pilato ategeka ko bawumuha.

59Yozefu ajyana umurambo wa Yezu, awuhambira mu mwenda utanduye;

60maze awurambika mu mva nshya yari yaricukuriye mu rutare, hanyuma akingisha ibuye rinini umuryango w'imva, aragenda.

61Aho hari Mariya Madalena na Mariya wundi bicaye imbere y'imva.

### Abarinzi b'imva

62Umunsi w'umwiteguro w'isabato urangiye, bukeye bwawo, abatware b'abaherezabitambo n'Abafarizayi bateranira kwa Pilato,

63baramubwira bati «Mutegetsi, twibutse ko wa munyakinyoma akiriho yavuze ati 'Nzazuka iminsi itatu ishize!'

64Nuko rero, tegeka ko barinda imva kugeza ku munsi wa gatatu, hato abigishwa be bataza kumwiba, bakabwira rubanda bati 'Yazutse mu bapfuye!' maze icyo kinyoma cya nyuma kikaruta icya mbere.»

65Pilato arabasubiza ati «Dore abarinzi; nimugende, murinde imva uko mubyumva.»

66Nuko rero baragenda, badanangira imva, bashyira ikimenyetso kuri rya buye, maze bahasiga abazamu.

## Matayo 28

### Imva irimo ubusa

(Mk 16,1–8 ; Lk 24,1–11 ; Yh 20,1.11–18)

1Isabato irangiye, ku wa mbere wayo mu museso, Mariya Madalena na Mariya wundi bazindukira ku mva.

2Ubwo isi ihinda umushyitsi mwinshi; umumalayika wa Nyagasani amanuka mu ijuru aregera, ahirika ibuye, aryicara hejuru.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Yari ameze nk'umurabyo, umwambaro we wera nk'urubura.

4Abarinzi bamurabutswe bakuka umutima, bamera nk'abapfuye.

5Ariko wa mumalayika araterura, abwira abagore ati «Mwebweho mwitinya! Nzi ko
mushaka Yezu wabambwe ku musaraba.

6Ntari hano, yazutse nk'uko yari yabivuze; nimuze mwirebere aho yari arambitse.

7None rero, nimugende mwihuta, mubwire abigishwa be ko yazutse, kandi ko agiye
kubatanga mu Galileya; ni ho muzamubonera. Ngibyo ibyo nari mfite kubabwira.»

8Ubwo abagore bava ku mva bafite ubwoba buvanze n'ibyishimo byinshi, bihutira
kubwira abigishwa be iyo nkuru.

9Ni bwo Yezu ahuye na bo ati «Nimugire amahoro!» Baramwegera, bahobera
ibirenge bye, bamupfukamye imbere.

10Nuko Yezu arababwira ati «Mwitinya! Ahubwo nimugende mubwire abavandimwe
banjye bajye mu Galileya; ni ho bazambonera.»

11Abagore bakiri mu nzira, bamwe mu bazamu baza mu murwa kumenyesha
abatware b'abaherezabitambo ibyari byabaye byose.

12Ni bwo bateraniye hamwe n'abakuru b'umuryango; nuko bajya inama; baha abo
basirikare amafaranga menshi,

13babihanangiriza bati «Muvuge ko abigishwa be baje nijoro, bakiba umurambo we
musinziriye.'

14Umutware w'igihugu nabyumva, tuzamugusha neza, maze tubarinde impagarara.»

15Bamaze gushyikira amafaranga bagenza uko bari babwirijwe. Nuko iyo nkuru
yogera mu Bayahudi kugeza na n'ubu.

## Yezu wazutse atuma abigishwa be

16Nuko abigishwa cumi n'umwe bajya mu Galileya ku musozi Yezu yari
yarabarangiye.

17Bamubonye barapfukama, bamwe ariko bashidikanya.

18Yezu arabegera, arababwira ati «Nahawe ububasha bwose mu ijuru no ku isi.

19Nuko rero, nimugende mwigishe amahanga yose, mubabatize ku izina ry'Imana
Data na Mwana na Roho Mutagatifu,

20mubatoze gukurikiza ibyo nabategetse byose. Dore kandi ndi kumwe namwe
iminsi yose, kugeza ku ndunduro y'ibihe.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Mariko

## Mariko 1

### Yohani Batisita yigisha
(Mt 3,1–12 ; Lk 3,1–18)

1Intangiriro y'Inkuru Nziza ya Yezu Kristu, Umwana w'Imana.

2Mu gitabo cya Izayi umuhanuzi , handitswemo ngo *«Dore nohereje intumwa yanjye mbere yawe,kugira ngo izagutegurire inzira.*

3*Ni ijwi ry'uvugira mu butayu aranguruye ati 'Nimutegure inzira ya Nyagasani, muringanize aho azanyura!'»*

4Nuko Yohani Batisita atunguka mu butayu yamamaza mu bantu batisimu yo kwisubiraho kugira ngo bakire ibyaha.

5Maze intara yose ya Yudeya ikagenda imugana, n'abaturage bose ba Yeruzalemu. Nuko bakabatizwa na we mu ruzi rwa Yorudani, babanje kwirega ibyaha byabo.

6Yohani yambaraga umwenda uboheshejwe ubwoya bw'ingamiya, agakenyeza umukoba; yatungwaga n'isanane n'ubuki bw'ubuhura.

7Yamamazaga avuga ati «Uje ankurikiye andusha ububasha; sinkwiye no kunama ngo mfundure udushumi tw'inkweto ze.

8Jyewe nababatirishije amazi, naho We azababatirisha Roho Mutagatifu.»

### Yezu abatizwa
(Mt 3,13–17 ; Lk 3,21–22)

9Muri iyo minsi Yezu ava i Nazareti ho muri Galileya, aza kubatizwa na Yohani muri Yorudani.

10Akiva mu mazi, abona ijuru rirakingutse na Roho Mutagatifu amumanukiraho nk'inuma.

11Nuko ijwi rituruka mu ijuru, riti «Uri Umwana wanjye nkunda cyane unyizihira.»

### Yezu ashukirwa mu butayu
(Mt 4,1–11 ; Lk 4,1–13)

12Ako kanya Roho Mutagatifu amuganisha mu butayu.

13Ahamara iminsi mirongo ine, ashukwa na Sekibi. Yahabanaga n'inyamaswa, abamalayika bakamuhereza.

### Yezu yamamaza Inkuzu Nziza mu Galileya
(Mt 4,12–17 ; Lk 4,14–15)

14Yohani amaze gutangwa, Yezu aza mu Galileya. Yamamaza Inkuru Nziza y'Imana, avuga ati

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15«Igihe kirageze, none Ingoma y'Imana iregereje. Nimwisubireho maze mwemere Inkuru Nziza!»

### Yezu atora abigishwa bane ba mbere
(Mt 4,18–22 ; Lk 5,1–11)

16Uko yagendaga akikiye inyanja ya Galileya, abona Simoni na Andereya murumuna we; bariho baroha inshundura mu nyanja, kuko bari abarobyi.

17Yezu arababwira ati «Nimunkurikire, nzabagira abarobyi b'abantu.»

18Ako kanya basiga aho inshundura zabo, baramukurikira.

19Yigiye imbere gatoya, abona Yakobo, mwene Zebedeyi, na Yohani murumuna we; bariho batunganya inshundura zabo mu bwato.

20Ako kanya arabahamagara. Nuko basiga se Zebedeyi mu bwato, hamwe n'abakozi be, baramukurikira.

### Yezu agaragaza ububasha bwe
(Lk 4,31–37)

21Bagera i Kafarinawumu. Nuko ku munsi w'isabato, Yezu yinjira mu isengero, arigisha.

22Batangariraga inyigisho ze, kuko yabigishaga nk'umuntu ufite ububasha, utameze nk'abigishamategeko babo.

23Ubwo nyine mu isengero ryabo hakaba umuntu wahanzweho na roho mbi. Nuko itera hejuru iti

24«Uradushakaho iki, Yezu w'i Nazareti? Waje kuturimbura! Nzi uwo uri we: uri Intungane y'Imana.»

25Yezu ayibwira ayikangara, ati «Ceceka, kandi uve muri uwo muntu!»

26Nuko iyo roho mbi iramutigisa cyane, imusohokamo ivuza induru.

27Bose barumirwa, bituma babazanya bati «Ibi ni ibiki? Mbega inyigisho nshya itanganywe ububasha! Arategeka na roho mbi, zikamwumvira!»

28Nuko bidatinze, inkuru ye ikwira mu ntara yose ya Galileya.

### Yezu akiza nyirabukwe wa Petero
(Mt 8,14–15 ; Lk 4,38–39)

29Bakiva mu isengero, bajya kwa Simoni na Andereya, bari kumwe na Yakobo na Yohani.

30Ubwo rero nyirabukwe wa Simoni yari aryamye, ahinda umuriro. Bahita babwira Yezu iby'uburwayi bwe.

31Ni ko kumwegera, amufata ukuboko aramuhagurutsa. Nuko umuriro urazima,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

atangira kubazimanira.

### Yezu akiza abarwayi benshi
(Mt 8,16–17 ; Lk 4,40–41)

32Bugorobye, izuba rimaze kurenga, bamuzanira abarwayi bose n'abahanzweho na roho mbi;

33mbese umugi wose ukoranira imbere y'umuryango.

34Nuko akiza abarwayi benshi bari bababajwe n'indwara z'amoko menshi, kandi yirukana roho mbi nyinshi, ariko akazibuza kumuvuga, kuko zari zizi uwo ari we.

### Yezu ava i Kafarinawumu
(Mt 4,23 ; Lk 4,42–44)

35Bukeye bwaho Yezu abyuka mu rukerera, arasohoka, ajya ahantu hiherereye, nuko arasenga.

36Simoni na bagenzi be bajya kumushakashaka.

37Bamubonye, baramubwira bati «Rubanda rwose ruragushaka.»

38We rero arabasubiza ati «Nimucyo tujye ahandi, mu nsisiro za hafi, na ho mpamamaze Inkuru Nziza, kuko ari cyo cyanzanye.»

39Nuko azenguruka Galileya yose, yamamaza Inkuru Nziza mu masengero yabo, kandi yirukana roho mbi.

### Yezu akiza umubembe
(Mt 8,1–4 ; Lk 5,12–16)

40Umubembe aza amugana, apfukama imbere ye, amwinginga agira ati «Ubishatse wankiza!»

41Yezu amugirira impuhwe, arambura ukuboko amukoraho; avuga ati «Ndabishatse, kira!»

42Ako kanya ibibembe bimuvaho, arakira.

43Yezu aramwihanangiriza, amusezerera ako kanya,

44amubwira ati «Uramenye ntugire uwo ubibwira, ahubwo genda, wiyereke umuherezabitambo kandi uture ibyo Musa yategetse abahumanuwe, maze bibabere icyemezo cy'uko wakize.»

45We ariko, ngo amare kugenda, atangira gutangaza no gukwiza hose iyo nkuru, bituma Yezu atagishoboye kwinjira mu mugi ku mugaragaro, ahubwo yigumira ahantu hadatuwe; akaba ari ho abantu bamusanga, baturutse impande zose.

## Mariko 2

### Yezu akiza ikirema

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

(Mt 9,1–8 ; Lk 5,17–26)

1Hashize iminsi mike, Yezu asubira i Kafarinawumu; bamenya ko ari imuhira.

2Abantu benshi barahakoranira, bituma habura umwanya, ndetse n'imbere y'umuryango; nuko arabigisha.

3Haza abantu bamuzaniye ikirema gihetswe mu ngobyi.

4Kuko batashoboraga kukimugezaho, bitewe n'ikivunge cy'abantu, basenya igisengehejuru y'aho yari ari. Bamaze kuhaca icyuho, bururutsa ingobyi ikirema cyari kiryamyemo.

5Yezu abonye ukwemera kwabo, abwira icyo kirema ati «Mwana wanjye, ibyaha byawe urabikijijwe.»

6Ubwo hakaba abigishamategeko bamwe, bari bicaye aho, bakibaza bati

7«Igituma uriya avuga atyo ni iki? Aratuka Imana. Ni nde ushobora gukiza ibyaha, atari Imana yonyine?»

8Ako kanya Yezu amenya ibitekerezo byabo, ni ko kubabwira ati «Ni iki gituma mutekereza mutyo mu mutima wanyu?

9Icyoroshye ni ikihe, ari ukubwira ikirema nti 'Ibyaha byawe urabikijijwe' cyangwa kuvuga nti 'Haguruka, ufate ingobyi yawe maze ugende'?

10None rero, kugira ngo mumenye ko Umwana w'umuntu afite ububasha ku isi bwo gukiza ibyaha

... », abwira ikirema ati

11«Ndabikubwiye: haguruka, ufate ingobyi yawe, witahire!»

12Ako kanya arahaguruka, afata ingobyi ye, asohoka bose bamureba; bagwa mu kantu, basingiza Imana bavuga bati «Nta na rimwe twigeze tubona ibintu nk'ibi ngibi!»

### Yezu atora Levi, akanasangira n'abanyabyaha

(Mt 9,9–13 ; Lk 5,27–32)

13Yezu yongera kugenda akikiye inyanja, imbaga yose y'abantu iramusanga, arabigisha.

14Nuko yihitira, abona Levi, mwene Alufeyi, yicaye mu biro by'imisoro. Aramubwira ati «Nkurikira.» Arahaguruka aramukurikira.

15Igihe Yezu yari ku meza iwe, hamwe n'abigishwa be, haza abasoresha benshi n'abanyabyaha gusangira na bo, kuko bamukurikiraga ari benshi.

16Abigishamategeko b'Abafarizayi, bamubonye asangira n'abanyabyaha n'abasoresha, babwira abigishwa be bati «Dore re! Mbese asangira n'abasoresha

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'abanyabyaha!»

17Yezu ngo abyumve, arabasubiza ati «Abazima si bo bakeneye umuvuzi, ahubwo ni abarwayi; sinazanywe n'intungane, ahubwo nazanywe no guhamagara abanyabyaha.»

### Babaza Yezu ibyerekeye ugusiba kurya
(Mt 9,14–17 ; Lk 5,33–39)

18Umunsi umwe abigishwa ba Yohani n'Abafarizayi bari basibye kurya. Nuko baraza babaza Yezu bati «Ni iki gituma abigishwa ba Yohani n'Abafarizayi basiba kurya, naho abigishwa bawe ntibasibe?»

19Yezu arabasubiza ati «Birakwiye se ko abakwe basiba kurya, umukwe akiri kumwe na bo? Igihe cyose bakiri kumwe n'umukwe ntibakwiye gusiba kurya.

20Ariko hari igihe umukwe azabavanwamo, ubwo rero bazasiba kurya kuri uwo munsi.

21Nta we utera igitambaro gishya ku mwenda ushaje, kuko abigenje atyo, igishya cyakurura igishaje maze umwenda ukarushaho gucika.

22Nta n'ushyira divayi nshya mu masaho ashaje, kuko divayi yasandaza amasaho, maze divayi ikameneka, n'amasaho agapfa ubusa. Ubundi divayi nshya bajye bayishyira mu masaho mashya!»

### Abigishwa ba Yezu bamamfuza ingano
(Mt 12,1–8 ; Lk 6,1–5)

23Umunsi umwe, ku isabato, Yezu anyura mu mirima y'ingano, abigishwa be batangira kugenda bazimamfuza.

24Abafarizayi ni ko kumubwira bati «Dore re! Kuki bakora ibibujijwe ku isabato?»

25Arabasubiza ati «Ntimwasomye uko Dawudi yabigenjeje, igihe ashonje akabura uko agira, we n'abo bari kumwe?

26N'uko yinjiye mu Ngoro y'Imana mu gihe cy'Abiyatari umuherezabitambo mukuru, akarya imigati y'umumuriko atashoboraga kurya, kuko yari igenewe abaherezabitambo bonyine, kandi akayihaho n'abari kumwe na we?»

27Nuko Yezu arababwira ati «Isabato ibereyeho umuntu, nta bwo ari umuntu ubereyeho isabato!

28Ni cyo gituma Umwana w'umuntu agenga ndetse n'isabato!»

## Mariko 3

### Yezu akiza umuntu waremaye ikiganza
(Mt 12,9–14 ; Lk 6,6–11)

1Nuko yongera kwinjira mu isengero, maze ahasanga umuntu wari ufite ikiganza

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

cyumiranye.

2Ubwo bagenzuraga Yezu ngo berebe ko amukiza ku munsi w'isabato, bagira ngo babone icyo bamurega.

3Nuko abwira uwo muntu wari ufite ikiganza cyumiranye, ati «Haguruka, uze hano hagati!»

4Maze arababwira ati «Ni iki cyemewe ku munsi w'isabato, ari ukugira neza, cyangwa ari ukugira nabi? Ari ugukiza umuntu, cyangwa se kumwica?» Nyamara bo baraceceka.

5Nuko abararanganyamo amaso arakaye, ashavujwe n'imitima yabo yanangiye. Ni ko kubwira uwo muntu ati «Rambura ikiganza cyawe.» Nuko arakirambura, kirakira.

6Abafarizayi basohotse, baherako bajya inama n'Abaherodiyani yo gushaka uko bamwicisha.

## Abantu benshi bakurikira Yezu

(Mt 4.25 ; 12,15–16 ; Lk 6,17–19)

7Yezu yigira ku nyanja hamwe n'abigishwa be. Abantu benshi baramukurikira, baturutse muri Galileya. N'abandi benshi baturutse mu Yudeya,

8n'i Yeruzalemu, no muri Idumeya, no hakurya ya Yorudani, no mu karere ka Tiri na Sidoni, baza bamugana, bumvise ibyo yakoraga.

9Nuko abwira abigishwa be ngo bamuteganyirize ubwato, agira ngo ikivunge cy'abantu kitaza kumubyiganaho.

10Koko rero yari yarakijije benshi, bigatuma abarwayi bose bamwirohaho bagira ngo bamukoreho.

11Abahanzweho na roho mbi na bo, iyo bamubonaga, barambararaga imbere ye, bagatera hejuru bati «Uri Umwana w'Imana!»

12We ariko akabihanangiriza cyane, ababuza guhishura uwo ari we.

## Yezu atora ba Cumi na babiri

(Mt 10,1–4 ; Lk 6.12–16)

13Hanyuma Yezu azamuka umusozi, maze ahamagara abo yishakiye ubwe, baramusanga.

14Abashyiraho ari cumi na babiri, kugira ngo babane na we, kandi ngo abatume kwamamaza Inkuru Nziza,

15abaha n'ububasha bwo kwirukana roho mbi.

16Abo ni Simoni, ari we yahimbye izina rya Petero;

17na Yakobo mwene Zebedeyi, na Yohani umuvandimwe we, ari bo yahimbye irya

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

’Bowanerigesi’, bikavuga bene inkuba;

18na Andereya, Filipo, Baritolomayo, Matayo, Tomasi, Yakobo mwene Alufeyi, Tadeyo, Simoni umunyeshyaka,

19na Yuda Isikariyoti, wa wundi wamugambaniye.

### Yezu na Belizebuli

(Mt 12,24–32 ; Lk 11,15–23)

20Bageze imuhira, abantu benshi bongera guterana, bituma badashobora kugira icyo barya.

21Nuko bene wabo wa Yezu babyumvise, baza kuhamuvana; kuko bavugaga ngo «Yasaze!»

22N’abigishamategeko bari bavuye i Yeruzalemu baravugaga ngo «Yahanzweho na Belizebuli!» kandi ngo «Umutware wa roho mbi ni we yirukanisha roho mbi!»

23Nuko abakoranyiriza iruhande rwe, ababwirira mu migani ati «Sekibi yabasha ate kwiyirukana?

24Ingoma yibyayemo amahari ntishobora gukomera.

25N’umuryango wabyaye amahari, na wo ntushobora gukomera.

26Niba rero Sekibi yirwanya akicamo ibice, ntaba agikomeye, ake kaba kashobotse!

27Kandi nta muntu ushobora kwinjira mu nzu y’umunyamaboko ngo asahure ibintu bye, atabanje kuboha uwo munyamaboko, hanyuma ngo abone uko asahura inzu ye.

28Ndababwira ukuri, abana b’abantu bazakizwa ibyaha byose bakoze, ndetse n’ibitutsi batutse Imana.

29Nyamara uzaba yaratutse Roho Mutagatifu, nta bwo azagirirwa imbabazi bibaho; ahubwo azashinjwa igicumuro cye iteka.»

30Yezu yababwiye ibyo, abitewe n’uko bavugaga ngo «Yahanzweho na roho mbi.»

### Bene wabo wa Yezu ni bande?

(Mt 12,46–50 ; Lk 8,19–21)

31Nyina wa Yezu n’abavandimwe be baraza, bahagarara hanze, bamutumaho ngo aze babonane.

32Abantu benshi bakaba bicaye bamukikije. Baramubwira bati «Dore nyoko n’abavandimwe bawe bari hanze baragushaka.»

33Arabasubiza ati «Mama ni nde, n’abavandimwe banjye ni bande?»

34Nuko azengurutsa amaso mu bari bicaye bamukikije, aravuga ati «Dore mama, dore n’abavandimwe banjye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

35Umuntu wese ukora icyo Imana ishaka, ni we muvandimwe wanjye, ni we mushiki wanjye, kandi ni we mama.»

## Mariko 4

### Umugani w'umubibyi

(Mt 13,1–9 ; Lk 8,4–8)

1Arongera atangira kwigishiriza ku nkombe y'inyanja. Abantu benshi cyane bamuteranira iruhande, bituma ajya kwicara mu bwato, mu nyanja, naho abantu bose bari imusozi ku nkombe y'inyanja.

2Yabigishaga byinshi avugira mu migani, maze mu nyigisho ze akababwira ati

3«Nimutege amatwi! Umubibyi yavuye iwe ajya kubiba.

4Nuko igihe abiba, imbuto zimwe zigwa iruhande rw'inzira, inyoni ziraza zirazirya.

5Izindi zigwa mu rubuye, ntizahasanga igitaka cyinshi, nuko zimera vuba, kuko igitaka cyari gike;

6izuba rivuye zirashya, ziruma kuko zitari zifite imizi.

7Izindi zigwa mu mahwa, amahwa arakura, arazipfukirana, nuko ntizagira icyo zera.

8Naho izindi zose zigwa mu gitaka cyiza, zo zirakura ziragara, zera imbuto, imwe ikera mirongo itatu, indi mirongo itandatu, indi ijana.»

9Nuko Yezu aravuga ati «Ufite amatwi yo kumva, niyumve!»

### Igituma Yezu avugira mu migani

(Mt 13,10–15 ; Lk 8,9–10)

10Igihe bari basigaye bonyine, ba cumi na babiri n'abandi bari kumwe na we, bamusiganuza iby'imigani.

11Arababwira ati «Mwebweho mwahawe kumenya amabanga y'Ingoma y'Imana, naho bariya bo hanze, byose bibabera urujijo,

12*'ku buryo bitegereza ariko ntibabone, bakumva ariko ntibasobanukirwe, kugira ngo badahinduka bagakizwa.'*

13Nuko yungamo ati «Nta bwo mwumva uwo mugani! Ubwo se iyindi migani yose, muzayumva mute?»

### Yezu asobanura umugani w'umubibyi

(Mt 13,18–23 ; Lk 8,11–15)

14Umubibyi, ni Ijambo ry'Imana abiba.

15Hari rero abari iruhande rw'inzira aho iryo Jambo ribibwa. Bamara kuryumva, ako kanya Sekibi akaza, akabakuramo iryo jambo ryababibwemo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16Abandi ni abakirira imbuto nko mu rubuye; iyo bamaze kumva Ijambo, ako kanya baryakirana ibyishimo,

17ariko ntirishore imizi muri bo, bakarimarana igihe gito; hatera amagorwa cyangwa batotezwa bahorwa iryo Jambo, bagahita bagwa.

18Abandi ni abakirira imbuto nko mu mahwa: bumva Ijambo,

19ariko imihihibikano y'isi, n'ibishuko by'ubukungu, n'ibindi byifuzo bibi bibatwara umutima, bigapfukirana iryo Jambo, ntiryere imbuto na busa.

20Naho abakirira imbuto nko mu gitaka cyiza, ni abumva Ijambo bakaryakira, bakera imbuto, umwe mirongo itatu, undi mirongo itandatu, undi ijana.»

### Umugani w'itara n'uw'igipimisho

(Mt 5,15 ; 10,26 ; Lk 8,16–18 ; 6,38)

21Yezu arababaza ati «Harya bazanira itara kugira ngo baryubikeho icyibo cyangwa ngo barishyire mu nsi y'urutara? Si ukugira ngo rishyirwe ku gitereko cyaryo?

22Koko rero, nta cyahishwe kitazahishurwa, nta n'ibanga rizahera ritamenyekanye!»

23Ufite amatwi yo kumva, niyumve!».

24Arongera aravuga ati «Mwitondere ibyo mwumva. Igipimisho muzageresha, ni cyo namwe muzagererwamo, ndetse muzarengerezwaho.

25Kuko ufite byinshi azongererwa, naho ufite bike na byo akazabyakwa.»

### Umugani w'imbuto ikura ku bwayo

26Na none aravuga ati «Iby'Ingoma y'Imana byagereranywa n'umuntu watera imbuto mu gitaka.

27Yasinzira cyangwa yaba maso, haba nijoro cyangwa ku manywa, izo mbuto ntizihwema kumera no gukura, we atazi uko bigenda.

28Igitaka ku bwacyo kibanza kumera ingemwe, hanyuma zikagengarara, hanyuma imbuto z'ingano zikuzura mu mahundo.

29Izo mbuto zamara kwera, ako kanya bakazitemesha urusaruzo, kuko imyaka iba yeze.»

### Umugani w'imbuto ya sinapisi

(Mt 13,31–32 ; Lk 13,18–19)

30Arongera ati «Iby'Ingoma y'Imana twabigereranya n'iki, cyangwa se twabivuga mu wuhe mugani?

31Bimeze nk'imbuto ya sinapisi ibibwa mu gitaka, ari ntoya kurusha imbuto zose ziba ku isi;

32ariko yamara kubibwa, igakura ikaruta ibindi bihingwa byose, ikagira amashami

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

manini, bigatuma inyoni zo mu kirere ziza kwarika mu gicucu cyayo.»

### Umwanzuro w'imigani yose
(Mt 13,34–35)

33Nguko uko yabigishaga Ijambo ry'Imana, abacira imigani myinshi, iringaniye n'ibyo bashoboraga kumva.

34Kandi ntiyigishaga adaciye imigani, ariko abigishwa be akabasobanurira byose biherereye.

### Yezu acubya umuhengeri
(Mt 8,23–27 ; Lk 8,22–25)

35Uwo munsi nyine, umugoroba ukubye, arababwira ati «Twambuke dufate hakurya.»

36Nuko basiga rubanda aho, bamujyana muri bwa bwato yahozemo, andi mato aramukurikira.

37Ni bwo haje umuhengeri mwinshi, maze imivumba irenga ubwato, butangira gusendera.

38Yezu we yari ku irango asinziriye ku musego. Bamukangura bamubwira bati

39«Mwigisha, nta cyo bigutwaye ko tugiye gushira?» Nuko arakanguka, akangara umuyaga, abwira inyanja ati «Ceceka! Tuza!» Nuko umuyaga urahosha, maze ituze riba ryose.

40Hanyuma arababwira ati «Icyabateye ubwo bwoba ni iki? Mbese ntimuragira ukwemera?»

41Bagira ubwoba bwinshi, barabazanya bati «Uyu yaba ari nde, wumvirwa n'umuyaga n'inyanja?»

## Mariko 5

### Yezu akiza uwahanzweho w'i Gerasa
(Mt 8,28–34 ; Lk 8,26–39)

1Nuko bagera hakurya y'inyanja, mu gihugu cy'Abanyagerasa.

2Yezu akiva mu bwato, umuntu wahanzweho na roho mbi aturuka mu irimbi, aza amusanga.

3Yiberaga mu marimbi, kandi nta muntu wari ugishobora kumuboha, kabone n'iyo yakoresha umunyururu.

4Kenshi yari yaraboheshejwe n'ingoyi n'iminyururu, maze agaca iminyururu agacagagura n'ingoyi, kandi nta washoboraga kumufata ngo amuherane.

5Ijoro n'amanywa yahoraga ari mu marimbi, no mu misozi, avuza induru kandi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

yishishimuza amabuye.

6Nuko abona Yezu akiri kure, aza yiruka, aramupfukamira,

7maze atera hejuru cyane ati «Uranshakaho iki, Yezu, Mwana w'Imana Isumbabyose? Nkurahije Imana, winyica urubozo!»

8Yezu koko yarayibwiraga ati «Roho mbi, va muri uyu muntu!»

9Maze arayibaza ati «Izina ryawe ni irihe?» Iramusubiza iti «Nitwa Gitero, kuko turi nyinshi.»

10Nuko iramwinginga cyane ngo atazirukana muri icyo gihugu.

11Kuri uwo musozi hari umukumbi munini w'ingurube zarishaga.

12Nuko roho mbi zinginga Yezu, ziti «Tureke twigire muri ziriya ngurube, tuzituremo.»

13Arabizemerera. Nuko roho mbi ziva muri uwo muntu, zinjira mu ngurube, maze uwo mukumbi wose ukonkoboka mu manga n'umuriri mwinshi, wiroha mu nyanja; uko zari nk'ibihumbi bibiri, ziroha mu nyanja.

14Nuko abashumba bazo barahunga, bajya kubimenyesha abari mu mugi n'abari mu cyaro na bo baza kureba ibyabaye.

15Basanga Yezu, babona na wa muntu wigeze guhangwaho na Gitero, ya roho mbi, yicaye, yambaye, kandi noneho yagaruye ubwenge. Nuko bashya ubwoba.

16Abari babibonye batekerereza abandi ibyabaye ku uwahanzweho, n'ibyabaye ku ngurube.

17Binginga Yezu ngo abavire mu gihugu.

18Ngo ajye mu bwato, wa muntu wigeze guhangwaho na roho mbi aramwinginga ngo bibanire.

19Yezu ntiyamwemerera, ahubwo aramubwira ati «Taha usange bene wanyu; ubatekerereze ibyo Nyagasani yakugiriye byose, n'ukuntu yakugiriye impuhwe.»

20Uwo muntu aragenda, atangira kwamamaza mu ntara ya Dekapoli ibyo Yezu yamugiriye byose. Nuko bose bagatangara.

### Yezu akiza umugore, akazura n'umukobwa wa Yayiro

(Mt 9,18–26 ; Lk 8,40–56)

21Yezu ngo amare kugera ku nkombe yo hakurya ari mu bwato, ikivunge cy'abantu kimuhombokaho bamusanga aho yari ahagaze ku nkombe y'inyanja.

22Ubwo rero haza umwe mu batware b'isengero, akitwa Yayiro. Abonye Yezu, apfukama imbere ye,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

23amutakambira akomeje ati «Umukobwa wanjye yarembye cyane; ngwino, umuramburireho ibiganza, akire, abeho.»

24Yezu ajyana na we, na cya kivunge cy'abantu kiramukurikira, kimubyiganaho.

25Ubwo rero hakaba umugore wari urwaye indwara yo kuva amaraso, ayimaranye imyaka cumi n'ibiri.

26Yari yarahababariye cyane kubera abavuzi benshi, ahamarira ibintu bye byose, ariko ntibyagira icyo bimumarira, ahubwo akarushaho kumererwa nabi.

27Uwo mugore rero yari yarumvise ibyo bavugaga kuri Yezu, aturuka inyuma ye mu kivunge cy'abantu, nuko akora ku myambaro ya Yezu.

28Yaribwiraga ati «Byibuze ninkora ku myambaro ye, ndakira.»

29Akiyikoraho, isoko y'amaraso irakama, maze yumva mu mubiri we akize icyo yari arwaye.

30Ako kanya Yezu yumva ko ububasha bumuvuyemo. Arahindukira abaza ikivunge cy'abantu ati «Ni nde ukoze ku myambaro yanjye?»

31Abigishwa be baramubwira bati «Urabona iki kivunge cy'abantu bakubyiga impande zose, maze ukavuga ngo 'Ni nde unkozeho?'»

32Nuko areba impande zose ngo amenye uwakoze ibyo.

33Umugore rero wari uzi ibyamubayeho, aza afite ubwoba kandi ahinda umushyitsi, amupfukama imbere, amubwiza ukuri kose.

34Yezu aramubwira ati «Mwana wanjye, ukwemera kwawe kuragukijije. Genda amahoro, kandi ukire indwara yawe.»

35Mu gihe akivuga ibyo, haza abantu bavuye kwa wa mutware w'isengero, baramubwira bati «Umukobwa wawe amaze guca. Uraruhiriza iki kandi Umwigisha?»

36Yezu aba yabumvise, abwira umutware w'isengero ati «Witinya! Upfa kwemera gusa!»

37Nuko ntiyareka hagira undi umukurikira, uretse Petero na Yakobo, na Yohani murumuna wa Yakobo.

38Bageze mu rugo rw'umutware w'isengero, Yezu ahasanga urusaku rw'abantu bariraga, bacura imiborogo.

39Ngo yinjire, arababwira ati «Urwo rusaku n'ayo marira ni iby'iki? Umwana ntiyapfuye, ahubwo arasinziriye.»

40Nuko baramuseka. Amaze guheza bose, ajyana na se na nyina b'umwana, n'abari kumwe na we, maze yinjira aho umwana yari ari.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

41Nuko afata umwana ukuboko, aramubwira ati «Talita kumi», bigasobanura ngo «Mukobwa, ndabikubwiye: haguruka!»

42Ako kanya umukobwa arahaguruka, atangira kugenda, kuko yari afite imyaka cumi n'ibiri. Nuko ubwoba bwinshi burabataha bose.

43Abihanangiriza akomeje ngo ntihagire umuntu ubimenya, maze arababwira ngo bamugaburire.

## Mariko 6

### Yezu n'abantu b'i Nazareti
(Mt 13,54–58 ; Lk 4,16.22–24)

1Yezu ava aho ngaho, ajya mu karere k'iwabo, abigishwa be baramukurikira.

2Isabato igeze, atangira kwigishiriza mu isengero. Abenshi ngo bamwumve baratangara cyane, bati «Biriya avuga byose abikura he? Buriya buhanga afite, na biriya bitangaza akora, abikomora he?

3Uriya si wa mubaji tuzi, mwene Mariya; akaba umuvandimwe wa Yakobo, na Yozeto, na Yuda, na Simoni? Na bashiki be ntitubatunze?» Ibyo bibabera intandaro yo kumwanga.

4Yezu arababwira ati «Nta handi umuhanuzi asuzugurwa, uretse mu gihugu cye, muri bene wabo, no mu rugo iwabo.»

5Ntiyashobora kuhakorera igitangaza na kimwe, uretse gukiza abarwayi bakeya abaramburiraho ibiganza.

6Maze atangazwa no kutemera kwabo.

### Yezu yohereza ba Cumi na babiri mu butumwa
(Mt 10,5–14 ; Lk 9,1–6)

Yazengurukaga insisiro zihegereye yigisha.

7Nuko ahamagara ba bandi Cumi na babiri, abohereza babiri babiri mu butumwa, abaha n'ububasha kuri roho mbi.

8Abategeka kutagira icyo bajyana mu rugendo, kereka inkoni yonyine ; nta mugati, nta ruhago, nta biceri mu mukandara,

9keretse kwambara inkweto z'urugendo. Ati «Ariko ntimwambare amakanzu abiri.»

10Yungamo ati «Urugo muzinjiramo rwose, muzarugumemo kugeza igihe muhaviriye.

11Nimugera ahantu ntibabakire kandi ntibabumve, mujye muhava mubanje gukunguta umukungugu uri ku birenge byanyu, bibabere ikimenyetso kibashinja.»

12Nuko baragenda, batangaza ko abantu bagomba kugarukira Imana.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Birukana roho mbi nyinshi, kandi basiga abarwayi benshi amavuta, barabakiza.

### Herodi yibaza Yezu uwo ari we

(Mt 14,1–2 ; Lk 9,7–9)

14Nuko umwami Herodi yumva bavuga ibya Yezu, kuko izina rye ryari rimaze kwamamara, bavuga ngo «Yohani Batisita yazutse mu bapfuye! Ni cyo gituma yifitemo ububasha bwo gukora ibitangaza.»

15Abandi bakavuga ngo «Ni Eliya.» Abandi kandi ngo «Ni umuhanuzi nk'abandi bahanuzi ba kera.»

16Herodi abyumvise aravuga ati «Ni Yohani, umwe naciye umutwe, none akaba yarazutse!»

### Urupfu rwa Yohani Batisita

(Mt 14,3–12 ; Lk 3,19–20)

17Koko rero Herodi yari yatumye abantu bo gufata Yohani no kumubohera mu buroko, abitewe na Herodiya, umugore wa murumuna we Filipo, Herodi yari yaracyuye.

18Kuko Yohani yari yarabwiye Herodi ati «Ubujijwe gutunga umugore wa murumuna wawe.»

19Herodiya na we yahoraga ahigira Yohani agashaka no kumwicisha, ariko ntabishobore,

20kubera ko Herodi yatinyaga Yohani bigatuma amurengera, abitewe n'uko yari azi ko ari umuntu w'intabera kandi w'intungane. Iyo yabaga yamwumvise yabunzaga imitima cyane, nyamara yakundaga kumwumva.

21Nuko haza kuba umunsi mukuru, ubwo Herodi yari yahimbaje isabukuru y'ivuka rye, maze atumira abatware be, n'abakuru b'ingabo ze hamwe n'abanyacyubahiro bo mu Galileya.

22Umukobwa wa Herodiya araza arabyina, ashimisha Herodi n'abatumirwa be. Nuko umwami abwira umukobwa ati «Nsaba icyo ushaka cyose, ndakiguha.»

23Aramurahira ati «Icyo unsaba cyose ndakiguha, kabone n'iyo cyaba icya kabiri cy'igihugu cyanjye.»

24Umukobwa arasohoka abaza nyina ati «Nsabe iki?» Undi aramusubiza ati «Saba umutwe wa Yohani Batisita.»

25Umukobwa agaruka bwangu asanga umwami, amusaba avuga ati «Ndashaka ko umpa nonaha umutwe wa Yohani Batisita ku mbehe.»

26Umwami biramushavuza cyane, ariko kubera indahiro ye n'abo yari yatumiye, yanga kwivuguruza.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

27Ako kanya umwami yohereza umwe mu ngabo ze, amutegeka kuzana umutwe wa Yohani. Uwo mugabo aragenda, amucira umutwe mu buroko.

28Nuko azana umutwe ku mbehe, maze awuha uwo mukobwa, umukobwa na we awuha nyina.

29Abigishwa ba Yohani babyumvise, baraza bajyana umurambo we, baramuhamba.

### Intumwa zigaruka; Yezu agaburira abantu ibihumbi bitanu mubutayu

(Mt 14,13–21 ; Lk 9,10–17 ; Yh 6,1–15)

30Intumwa zihindukiye, ziteranira iruhande rwa Yezu maze zimumenyesha ibyo zari zakoze byose n'ibyo zari zigishije byose.

31Nuko arazibwira ati «Nimuze ahitaruye, hadatuwe, maze muruhuke gatoya.» Koko rero abazaga n'abagendaga bari benshi, bigatuma batabona n'umwanya wo kurya.

32Nuko bajya mu bwato bambukira ahantu hadatuwe bagira ngo biherere.

33Abenshi mu bababonye bagenda barabamenya, nuko baza ku maguru baturuka mu migi yose bahirukira, ndetse barahabatanga.

34Yezu amaze kwambuka abona iyo mbaga nyamwinshi y'abantu, abagirira impuhwe, kuko bari bameze nk'intama zitagira umushumba, atangira kubigisha byinshi.

35Umunsi uciye ikibu, abigishwa be ni bwo bamwegereye, maze baramubwira bati «Aha hantu ntihatuwe, kandi umunsi uciye ikibu;

36none sezerera aba bantu bajye mu ngo no mu nsisiro za hafi kwigurira ibyo barya.»

37Arabasubiza ati «Nimubahe ibyo kurya mwebwe ubwanyu.» Baramubwira bati «Urashaka ko tujya kugura imigati y'amadenari magana abiri , ngo tubahe barye?»

38Arabasubiza ati «Mufite imigati ingahe? Nimujye kureba.» Babimenye baravuga bati «Dufite itanu, n'amafi abiri.»

39Nuko abategeka kwicaza bose mu bwatsi butoshye, mu dutsiko udutsiko.

40Bicara ari inteko z'abantu ijana n'iz'abantu mirongo itanu.

41Amaze gufata ya migati itanu na ya mafi abiri, areba hejuru, ashimira Imana. Hanyuma amanyura ya migati, ayiha abigishwa be kugira ngo babagaburire. Na ya mafi abiri ayabagabanya bose.

42Bose bararya barahaga.

43Nuko bakoranya ibisate by'imigati byasigaye n'iby'amafi, buzuza inkangara cumi n'ebyiri.

44Nyamara abari bariye bari abagabo bageze ku bihumbi bitanu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Yezu agenda hejuru y'inyanja
(Mt 14,22–33 ; Yh 6,16–21)

45Nuko ako kanya ategeka abigishwa be kujya mu bwato no kumutanga hakurya, hafi ya Betsayida, we asigara asezerera abantu.

46Amaze kubasezerera azamuka umusozi, ajya gusenga.

47Umugoroba ukubye, ubwato buba bugeze mu nyanja hagati, we akiri imusozi wenyine.

48Abona abigishwa be bananijwe no kugashya, kubera umuyaga wahuhaga ubarwanya. Nuko bujya gucya, aza abasanga agenda hejuru y'inyanja, ndetse ashaka no kubacaho.

49Babonye agenda hejuru y'inyanja, bakeka ko ari baringa bavuza induru.

50Bose bari bamubonye, bagira ubwoba. Yezu ni ko kubavugisha ati «Nimuhumure ni jye, mwigira ubwoba.»

51Nuko abasanga mu bwato, maze umuyaga urahosha. Barushaho gutangara,

52kuko batari bumvise iby'imigati; imitima yabo yari ikinangiye.

### Yezu akiza abarwayi mu karere ka Genezareti
(Mt 14,34–36)

53Bamaze kwambuka, bagera i Genezareti, maze bashyikira ku nkombe.

54Bakiva mu bwato, abantu baramumenya,

55nuko bazenguruka ako karere kose, maze batangira kumuzanira abarwayi mu ngobyi, aho bumvaga yageze hose.

56N'aho Yezu yinjiraga hose, ari mu nsisiro, mu migi no mu midugudu, bashyiraga abarwayi ku kibuga, maze bakamusaba ngo abareke bakore ku ncunda z'umwambaro we. Nuko abamukozeho bose bagakira.

## Mariko 7

### Yezu ajya impaka n'abafarizayi
(Mt 15,1–20)

1Abafarizayi na bamwe mu bigishamategeko bari baturutse i Yeruzalemu, bateranira iruhande rwa Yezu.

2Babona bamwe mu bigishwa be barisha intoki zanduye, ari byo kuvuga zidakarabye.

3Koko rero, Abafarizayi n'Abayahudi bose ntibarya batabanje gukaraba ibiganza kugeza ku nkokora, bakurikije akamenyero k'abakurambere,

4n'iyo bavuye mu materaniro, ntibarya batabanje kwitera amazi. Hariho kandi n'indi migenzo myinshi bakurikiza by'akarande, nko koza ibikombe, ibibindi, n'amasahani.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Nuko rero, Abafarizayi n'abigishamategeko baramubaza bati «Ni iki gituma abigishwa bawe badakurikiza umuco w'abakurambere, bakarisha intoki zanduye?»

6Arabasubiza ati «Izayi yabahanuye neza, mwa ndyarya mwe! Nk'uko byanditswe ngo *'Uyu muryango unyubahisha akarimi gusa, naho imitima yabo indi kure.*

7*Icyubahiro bampa ni amanjwe: inyigisho bigisha ni amategekoy'abantu gusa.'*

8Murenga ku itegeko ry'Imana, mukibanda ku muco w'abantu.»

9Maze arababwira ati «Murubahuka mugakuraho itegeko ry'Imana mwitwaza gukurikiza umucokarande wanyu.

10Dore Musa yaravuze ati *'Jya wubaha so na nyoko'*, kandi ati *'Uzatuka se cyangwa nyina, azacirwa urwo gupfa.'*

11Naho mwe mukavuga ngo 'Umuntu wese ubwira se cyangwa nyina ati: Ibintu najyaga kuzagufashisha ni «Korbani », ari byo kuvuga ituro ry'Imana,

12mumwemerera kutagira icyo afashisha se cyangwa nyina;

13bityo mukavuguruza ijambo ry'Imana mwitwaza umucokarande. Kandi mukora n'ibindi byinshi bisa n'ibyo.»

### Ibihumanya umuntu

14Yongera guhamagara rubanda, arababwira ati «Nimutege amatwi mwese, kandi munyumve neza!

15Nta kintu kijya mu muntu giturutse inyuma kimuhumanya, ahubwo ikivuye mu muntu ni cyo kimuhumanya.

16Ufite amatwi yo kumva niyumve!»

17Amaze kwinjira mu nzu yitaruye rubanda, abigishwa be bamusobanuza uwo mugani.

18Arabasubiza ati «Namwe mubuze ubwenge bigeze aho? Ntimwumva se ko nta kintu na kimwe cyinjira mu muntu giturutse inyuma gishobora kumuhumanya,

19kuko kitinjira mu mutima we, ahubwo kijya mu nda, kigasohoka kijya gutabwa mu rwobo.» Bityo yemeza ko ibiribwa byose bidahumanya.

20Arongera ati «Ikivuye mu muntu ni cyo kimuhumanya.

21Kuko mu mutima w'abantu ariho haturuka imigambi mibi: ubusambanyi, ubujura, ubwicanyi,

22ubuhabara, umururumba, ubugome, uburyarya, ingeso mbi, ishyari, gutukana, ubwirasi, n'amafuti.

23Ibyo bintu byose bibi biva mu mutima, ni byo bihumanya umuntu.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Ukwemera k'umugore w'umunyamahanga
(Mt 15,21–28)

24Ahagurutse aho, Yezu ajya mu gihugu cya Tiri. Nuko yinjira mu nzu, adashaka ko hagira ubimenya, ariko ntiyashobora kuhaguma bitamenyekanye.

25Ako kanya, umugore wari ufite umwana w'umukobwa wahanzweho na roho mbi yumvise bamuvuga, araza amupfukama imbere.

26Uwo mugore yari umunyamahanga, kavukire k'i Fenisiya ho muri Siriya, nuko amusaba kwirukana iyo roho mbi yari mu mukobwa we.

27Yezu aramubwira ati «Reka abana babanze bahage, kuko bidakwiye gufata umugati w'abana ngo bawujugunyire ibibwana.»

28Umugore aramusubiza ati «Ni koko, Nyagasani! Ariko n'ibibwana birya utuvungukira abana bataye mu nsi y'ameza.»

29Aramubwira rero ati «Ngiriye iryo jambo uvuze, ngaho genda, roho mbi ivuye mu mukobwa wawe.»

30Uwo mugore arataha, asanga umwana arambaraye ku buriri, koko roho mbi yamuvuyemo.

### Yezu akiza igipfamatwi

31Yezu ava mu gihugu cya Tiri yambukiranya igihugu cya Sidoni, agaruka ku nyanja ya Galileya, yerekeje kuri Dekapoli.

32Nuko bamuzanira igipfamatwi kidedemanga, baramwinginga ngo amuramburireho ibiganza.

33Amuvana muri rubanda, amujyana ahitaruye, ashyira intoki ze mu matwi ye, nuko acira amacandwe ayamukoza ku rurimi.

34Hanyuma yubura amaso ayerekeje ku ijuru, asuhuza umutima ati «Efata», bikavuga ngo «Zibuka.»

35Ako kanya, amatwi ye arazibuka, n'ururimi rwe ruragobodoka, maze atangira kuvuga neza.

36Maze Yezu abihanangiriza kutagira uwo babibwira, nyamara uko abihanangiriza, akaba ari ko barushaho kubyamamaza.

37Bagatangara cyane bakavuga bati «Byose yabikoze neza; atuma ibipfamatwi byumva n'ibiragi bivuga.»

## Mariko 8

### Yezu agaburira abantu ibihumbi bine
(Mt 15,32–39)

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1Muri iyo minsi, hongera kuza imbaga y'abantu badafite ibyo kurya. Yezu ahamagara abigishwa be arababwira ati

2«Iyi mbaga nyifitiye impuhwe, kuko hashize iminsi itatu bankurikiye, kandi bakaba badafite ibyo kurya.

3Nimbasezerera batariye, baragwa mu nzira, kandi muri bo harimo abaturutse kure.»

4Abigishwa be baramusubiza bati «Imigati ihagije aba bantu bangana batya umuntu yayikura he muri ubu butayu?»

5Arababaza ati «Mufite imigati ingahe?» Bati «Irindwi.»

6Nuko ategeka rubanda kwicara hasi, maze afata ya migati irindwi, ashimira Imana, arayimanyura, maze ayiha abigishwa be ngo bayibahereze.

7Bayihereza imbaga. Bari bafite n'udufi dukeya; Yezu ashimira Imana, abategeka kutubahereza na two.

8Nuko bararya barahaga. Hanyuma bakoranya ibisate byasigaye, byuzura inkangara ndwi!

9Ubwo kandi bari nk'ibihumbi bine. Nuko Yezu arabasezerera.

10Aherako ajya mu bwato hamwe n'abigishwa be, agana mu karere ka Dalimanuta.

### Yezu bamwaka ikimenyetso giturutse mu ijuru

(Mt 16,1–4 ; Lk 11,16.29)

11Abafarizayi baraza, maze batangira kumwiyenzaho bamusaba ikimenyetso giturutse mu ijuru, byo kumwinja.

12Nuko asuhuza umutima, ati «Kuki abantu b'iki gihe bashaka ikimenyetso? Ndababwira ukuri, nta kimenyetso abantu b'ubu bateze kubona.»

13Nuko abasiga aho, arongera ajya mu bwato agana ku yindi nkombe y'inyanja.

### Ubwenge buke bw'abigishwa

(Mt 16,5–12 ; Lk 12.1)

14Abigishwa bari bibagiwe kujyana imigati, maze bakagira umugati umwe gusa mu bwato.

15Nuko Yezu arabihanangiriza ati «Murabe maso, kandi mwirinde umusemburo w'Abafarizayi n'umusemburo wa Herodi.»

16Bo rero batangira kujya impaka ngo nta migati bafite.

17Yezu abimenye, arababwira ati «Kuki mujya impaka ngo nta migati mufite? Ntimurumva kandi ntimurasobanukirwa? Mbese umutima wanyu uracyanangiye?

18Mufite amaso ntimubone, mukagira n'amatwi ntimwumve? Kandi ntimwibuka,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

19igihe manyuriye imigati itanu abantu ibihumbi bitanu, mwahakuye inkangara zingahe zuzuye ibisate?» Baramusubiza bati «Ni cumi n'ebyiri.»

20Arongera ati «N'igihe manyuriye imigati irindwi abantu ibihumbi bine, mwahakuye inkangara zingahe zuzuye ibisate?» Baramusubiza bati «Ni indwi.»

21Nuko arababwira ati «Na n'ubu ntimurasobanukirwa?»

### Yezu akiza impumyi

22Ngo bagere i Betsayida, abantu bamuzanira impumyi, bamwingingira ko ayikoraho.

23Afata impumyi ukuboko, ayikura mu rusisiro, ayisiga amacandwe ku maso, ayiramburiraho n'ibiganza, maze arayibaza ati «Hari icyo ubona?»

24Impumyi irambura amaso, iramusubiza iti «Ndabona abantu, barasa n'ibiti, ariko baragenda.»

25Yezu arongera ashyira ibiganza ku maso ye, undi atangira kubona bigaragara, arakira, abona neza ibintu byose uko biri.

26Nuko Yezu amwohereza iwe, amubwira ati «Ntiwinjire no mu rusisiro.»

### Petero yemeza ko Yezu ari Kristu Mukiza
(Mt 16,13–20 ; Lk 9,18–21)

27Yezu ajyana n'abigishwa be, agana mu nsisiro za Kayizareya ya Filipo. Bakiri mu nzira, abaza abigishwa be ati «Abantu bavuga ko ndi nde?»

28Baramusubiza bati «Ngo uri Yohani Batisita, abandi ngo uri Eliya; naho abandi ngo uri umwe mu bahanuzi.»

29Ati «Mwebwe se, muvuga ko ndi nde?» Petero aramusubiza ati «Uri Kristu.»

30Nuko Yezu arabihanangiriza ngo ntibagire uwo babibwira.

### Yezu avuga ubwa mbere ko azapfa akazuka
(Mt 16,21–23 ; Lk 9,22)

31Nuko atangira kubigisha ko Umwana w'umuntu agomba kuzababara cyane, agacibwa n'abakuru b'imiryango, n'abaherezabitambo bakuru, n'abigishamategeko, akicwa, ariko akazazuka nyuma y'iminsi itatu.

32Ibyo yabibabwiye akomeje. Nuko Petero aramwihugikana, atangira kumutonganya.

33We ariko arahindukira, maze areba abigishwa be, acyaha Petero, amubwira, ati «Hoshi, mva iruhande, Sekibi! Kuko ibitekerezo byawe bitavuye ku Mana, ahubwo ku bantu!»

### Ibintu ngombwa ku bashaka gukurikira Yezu
(Mt 16,24–28 ; Lk 9,23–27)

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[34]Nuko ahamagara rubanda hamwe n'abigishwa be, arababwira ati «Niba hari ushaka kunkurikira, yiyibagirwe ubwe, aheke umusaraba we, maze ankurikire!

[35]Kuko uzashaka gukiza ubugingo bwe azabubura, naho uzahara ubugingo bwe kubera jyewe n'Inkuru Nziza, azabukiza.

[36]Umuntu watunga iby'isi yose, ariko akabura ubugingo bwe, byaba bimumariye iki?

[37]Cyangwa se umuntu yagurana iki ubugingo bwe?

[38]Koko rero, umuntu uzanyihakana agahinyura n'amagambo yanjye imbere ya bariya bantu b'abasambanyi kandi b'abanyabyaha, Umwana w'umuntu na we azamwihakana igihe azazira mu ikuzo rya Se, ashagawe n'abamalayika batagatifu.»

## Mariko 9

[1]Nuko yungamo ati «Ndababwira ukuri: mu bari hano, harimo abatazapfa batabonye Ingoma y'Imana ije mu bubasha.»

### Yezu yihindura ukundi

(Mt 17,1–9 ; Lk 9,28–36)

[2]Hashize iminsi itandatu, Yezu ajyana na Petero, na Yakobo, na Yohani ukwabo mu mpinga y'umusozi muremure. Nuko yihindura ukundi mu maso yabo.

[3]Imyambaro ye irererana, irabengerana bitambutse kure uburyo umumeshi wo ku isi yashobora kuyeza.

[4]Ubwo Eliya arababonekera hamwe na Musa, baganira na Yezu.

[5]Petero ni ko guterura abwira Yezu ati «Mwigisha, kwibera hano nta ko bisa; reka tuhace ibiraro bitatu, kimwe cyawe, ikindi cya Musa, n'ikindi cya Eliya.»

[6]Yari yabuze icyo avuga, kuko bari bahiye ubwoba.

[7]Nuko igicu kirabatwikira, maze muri icyo gicu haturukamo ijwi riti «Uyu ni umwana wanjye nkunda cyane, nimumwumve!»

[8]Ako kanya, barebye hirya no hino, ntibagira undi wundi bongera kubona, uretse Yezu wenyine wari kumwe na bo.

[9]Mu gihe bamanukaga umusozi, Yezu abategeka kutazagira uwo batekerereza ibyo bari bamaze kubona, kugera igihe Umwana w'umuntu azaba amaze kuzuka mu bapfuye.

[10]Bakomeza kuzirikana iryo jambo, ariko banabazanya bati «Kuzuka mu bapfuye bivuga iki?»

### Intumwa zibaza Yezu ibya Eliya

(Mt 17,10–13)

[11]Abigishwa babaza Yezu bati «Ni kuki abigishamategeko bavuga ko Eliya ari we

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ugomba kubanza kuza?»

12Arabasubiza ati «Koko Eliya azabanza aze atunganye byose. Nyamara se kuki byanditswe ngo Umwana w'umuntu azababazwa ku buryo bwinshi kandi asuzugurwe?

13Reka rero mbibabwire: Eliya yaraje, kandi bamugiriye uko bishakiye, nk'uko Ibyanditswe bimuvuga.»

### Umunyagicuri uhanzweho na roho mbi

(Mt 17,14–21 ; Lk 9,37–43)

14Igihe rero bazaga basanga abigishwa be, babona ikivunge cy'abantu kibakikije n'abigishamategeko bajyaga impaka na bo.

15Rubanda rwose bakimurabukwa, barahomboka, maze biruka bajya kumusuhuza.

16Arababaza ati «Icyo mujyaho impaka na bo ni iki?»

17Umwe muri rubanda aramusubiza ati «Mwigisha, nakuzaniye umwana wanjye wahanzweho na roho mbi y'ikiragi.

18Iyo imweguye, imutura hasi, maze akazana urufuro, agahekenya amenyo, kandi akagagara. Nasabye abigishwa bawe kuyirukana, ntibabishobora.»

19Arababwira ati «Yemwe bantu b'iki gihe mutemera! Nzabana namwe kugeza ryari? Nzabiyumanganya mpereze hehe? Nimunzanire uwo mwana.»

20Baramumuzanira. Roho mbi ikibona Yezu, icugusa umwana cyane, yikubita hasi, arigaragura azana urufuro.

21Yezu abaza se ati «Hashize igihe kingana iki agirwa atya?» Se aramusubiza ati «Kuva mu bwana bwe.

22Incuro nyinshi yamuroshye mu muriro no mu mazi kugira ngo imwice; ariko niba hari icyo ushobora, tubabarire udutabare!»

23Yezu aramubwira ati «Ngo niba hari icyo ushobora... ? Erega byose bishobokera uwemera!»

24Ako kanya se w'umwana arangurura ijwi ati «Ndemera! Ariko komeza ukwemera kwanjye guke!»

25Yezu abonye abantu baza banigana, akabukira roho mbi avuga ati «Wowe roho mbi, umubuza kuvuga no kumva, ndagutegetse: va muri uwo mwana, kandi ntukamugarukemo ukundi.»

26Roho mbi ivuza induru, icugusa umwana cyane, imusohokamo. Nuko uwo mwana amera nk'uwapfuye, ndetse bituma abantu benshi bavuga ngo «Yapfuye!»

27Naho Yezu amaze kumufata ukuboko, aramuhagurutsa, umwana arahagarara.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

28Yezu yinjiye mu nzu, abigishwa be bamubariza ahiherereye bati «Kuki twebwe
tutashoboye kuyirukana?»

29Arabasubiza ati «Buriya bwoko bwa roho mbi, nta kindi gishobora kubwirukana,
usibye isengesho.»

### Yezu avuga ubwa kabiri ko azapfa akazuka
(Mt 17,22–23 ; Lk 9,43–45)

30Bavuye aho ngaho, bambukiranya Galileya, ariko Yezu ntiyashakaga ko babimenya.

31Yigishaga abigishwa be, ababwira ati «Umwana w'umuntu agiye gushyirwa mu
maboko y'abantu, bakazamwica, ariko yamara gupfa, akazazuka ku munsi wa
gatatu.»

32Iryo jambo ariko ntibaryumva, batinya no kumubaza.

### Ni nde uruta abandi?
(Mt 18,1–5 ; Lk 9,46–48)

33Nuko bagera i Kafarinawumu. Bari mu nzu, Yezu arababaza ati «Mu nzira
mwajyaga impaka z'iki?»

34Baraceceka, kuko mu nzira bari bagiye impaka zo kumenya umukuru muri bo.

35Amaze kwicara, ahamagara ba Cumi na babiri, arababwira ati «Ushaka kuba uwa
mbere, azigire uwa nyuma muri bose, abe n'umugaragu wa bose.»

36Nuko afata umwana, amuhagarika hagati yabo, aramuhobera, arababwira ati

37«Umuntu wese wakira umwana nk'uyu nguyu, ari jye abigirira, ni jye aba yakiriye.
Kandi unyakira wese, si jyewe aba yakiriye, ahubwo aba yakiriye Uwantumye.»

### Utaturwanya ari kumwe natwe
(Lk 9,49–50)

38Yohani aramubwira ati «Mwigisha, twabonye umuntu wirukana roho mbi mu izina
ryawe kandi atadukurikira; turabimubuza kuko atadukurikira.»

39Yezu ati «Mwibimubuza, kuko nta muntu ushobora gukora igitangaza mu izina
ryanjye, maze ngo ahindukire amvuge nabi.

40Utaturwanya wese ari kumwe natwe.

41Umuntu wese uzabaha ikirahuri cy'amazi yo kunywa abitewe n'uko muri aba
Kristu, ndababwira ukuri, ntazabura igihembo cye.

### Ingaruka z'abagusha abandi mu cyaha
(Mt 18,6–11 ; Lk 17,1–2)

42Ariko nihagira ugusha mu cyaha umwe muri aba bato bemera, ikimukwiye ni uko
bamuhambira ku ijosi urusyo rusheshwan'indogobe, bakamuroha mu nyanja.

43Niba ikiganza cyawe kigutera gukora icyaha, ugice, kuko ikiruta ari ukwinjirana

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

akanimfu mu bugingo ,

44aho kujyana ibiganza byawe byombi mu nyenga y'umuriro utazima.

45Niba ikirenge cyawe kigutera gukora icyaha, ugice, kuko ikiruta ari ukwinjira mu
bugingo ucumbagira,

46aho kurohwa mu nyenga ufite ibirenge byawe byombi.

47Niba ijisho ryawe rigutera gukora icyaha, rinoboremo; kuko ikiruta ari uko
wakwinjirana rimwe mu Ngoma y'Imana, aho kwinjirana yombi mu nyenga,

48aho urunyo rudapfa, n'umuriro ntuzime.

49Ahubwo buri wese ajye asukurwa n'umunyu n'umuriro.

50Umunyu ufite akamaro; ariko iyo ukayutse; mwawusubiza mute uburyohe bwawo?
Nimwigiremo umunyu kandi mubane mu mahoro.»

## Mariko 10

### Kirazira ko abashakanye batandukana
(Mt 19,1–9 ; Lk 16,18)

1Nuko Yezu ava aho ngaho,ajya mu ntara ya Yudeya yo hakurya ya Yorudani.Abantu
benshi bongera gukoranira iruhande rwe,nuko abigisha uko bisanzwe.

2Abafarizayi baramwegera,maze bamubaza niba umugabo afite uruhushya rwo
gusenda umugore we,ariko bamwinja.

3Arababwira ati «Musa yabategetse iki?»

4Baramusubiza bati «Musa yemereye umugabo kwandika icyemezo cyo gusenda
umugore, akabona kumusezerera.»

5Yezu arababwira ati «Icyamuteye kwandika iryo tegeko, ni uko umutima wanyu
unangiye.

6Naho mu ntangiriro y'isi, *'Imana yaremye umugabo n'umugore;*

7*ni yo mpamvu umugabo azasiga se na nyina, akifatanya n'umugore we,*

8*maze bombi bakaba umubiri umwe.'* Bityo ntibaba bakiri babiri, ahubwo baba ari
umubiri umwe.

9Nuko rero ntihakagire umuntu utandukanya icyo Imana yafatanyije.»

10Basubiye imuhira, abigishwa bongera kumusobanuza ibyerekeye iyo ngingo.

11Arababwira ati «Koko umugabo usenda umugore we akazana undi aba asambana;

12umugore na we utandukana n'umugabo we agacyurwa n'undi, aba asambana.»

### Yezu n'abana bato

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

(Mt 19,13–15 ; Lk 18,15–17)

13Nuko bamuzanira abana bato ngo abakoreho, maze abigishwa barabakabukira.

14Yezu abibonye ararakara, maze arababwira ati «Nimureke abana bansange, mwibabuza, kuko Ingoma y'Imana ari iy'abameze nka bo.

15Ndababwira ukuri: umuntu wese utazakira Ingoma y'Imana nk'umwana, ntazayinjiramo bibaho.»

16Nuko arabahobera, abasabira umugisha abashyizeho ibiganza.

## Umuntu w'umukungu asanga Yezu

(Mt 19,16–30 ; Lk 18,18–30)

17Yezu agihaguruka aho, umuntu aza yiruka amupfukama imbere, aramubaza ati «Mwigisha mwiza, nkore iki kugira ngo nzabone ubugingo bw'iteka ho umurage?»

18Yezu aramubwira ati «Kuki unyita mwiza? Nta mwiza ubaho, keretse Imana yonyine.

19Uzi amategeko:*ntuzice, ntuzasambane, ntuzibe, ntuzahamye ibinyoma, ntuzagirire abandi nabi, urajye wubaha so na nyoko.*»

20Uwo muntu aramusubiza ati «Mwigisha, ibyo byose nabikurikije kuva mu buto bwanjye.»

21Yezu aramwitegereza yumva amukunze; aramubwira ati «Ubuze ikintu kimwe gusa: genda ugurishe ibyo utunze, ubihe abakene, uzagira ubukire mu ijuru, hanyuma uze unkurikire.»

22We ariko abyumvise arasuherwa, agenda ababaye, kuko yari atunze ibintu byinshi.

23Nuko Yezu araranganya amaso, abwira abigishwa be ati «Mbega ukuntu kuzinjira mu Ngoma y'Imana biruhije ku bakungu!»

24Abigishwa batangazwa n'ayo magambo; Yezu ariko abibasubiriramo ati «Bana banjye, mbega ukuntu biruhije kwinjira mu Ngoma y'Imana.

25Byoroheye ingamiya guca mu mwenge w'urushinge, kurusha uko byoroheye umukungu kwinjira mu Ngoma y'Imana!»

26Abigishwa barushaho gutangara, barabazanya bati «Ubwo se ni nde ushobora kurokoka?»

27Yezu arabitegereza, maze arababwira ati «Ku bantu ntibishoboka, ariko ku Mana birashoboka, kuko nta kinanira Imana.»

28Nuko Petero araterura, aramubwira ati «Dore twebwe twasize byose turagukurikira.»

29Yezu arasubiza ati «Ndababwira ukuri, nta we uzaba yarasize urugo, cyangwa

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

abavandimwe be, cyangwa bashiki be, cyangwa nyina, cyangwa se, cyangwa abana, cyangwa isambu ye, ari jye abigirira n'Inkuru Nziza,

30ngo abure kwiturwa karijana muri iki gihe, ari amazu, ari abavandimwe, ari na bashiki be, na ba nyina, n'abana n'amasambu, ariko n'ibitotezo bitabuze, kandi no mu gihe kizaza, akaziturwa ubugingo bw'iteka.

31Benshi mu ba mbere bazaba aba nyuma, n'aba nyuma babe aba mbere.»

### Yezu avuga ubwa gatatu ko azapfa akazuka

(Mt 20,17–19 ; Lk 18,31–34)

32Ubwo bari mu nzira bazamuka bajya i Yeruzalemu, Yezu abarangaje imbere. Bari bahagaritse umutima, n'abari babakurikiye bari bafite ubwoba. Yongera kwihererana ba Cumi na babiri iruhande rwe, ababwira ibigiye kumubaho ati

33«Dore tuzamutse tujya i Yeruzalemu, kandi Umwana w'umuntu agiye kugabizwa abatware b'abaherezabitambo n'abigishamategeko; bazamucira urubanza rwo gupfa, maze bamugabize abanyamahanga.

34Bazamushinyagurira, bamuvunderezeho amacandwe, bamukubite, bamwice, ariko nyuma y'iminsi itatu azuke.»

### Bene Zebedeyi basaba Yezu ibyicaro bya mbere

(Mt 20,20–28 ; Lk 22,25–27)

35Nuko Yakobo na Yohani, bene Zebedeyi, begera Yezu, baramubwira bati «Mwigisha, turashaka ko udukorera icyo tugiye kugusaba.»

36Arababaza ati «Murashaka ko mbakorera iki?»

37Baramusubiza bati «Uraduhe kuzicarana nawe, umwe iburyo, undi ibumoso mu ikuzo ryawe.»

38Yezu arababwira ati «Ntimuzi icyo musaba. Mushobora se kunywera ku nkongoro nzanyweraho, cyangwa se guhabwa batisimu nzahabwa?»

39Baramusubiza bati «Turabishobora!» Yezu arababwira ati «Koko inkongoro nzanyweraho muzayinywesha, na batisimu nzahabwa muzayihabwa;

40naho ibyo kwicara iburyo bwanjye cyangwa ibumoso bwanjye, si jye ubitanga; bizahabwa ababigenewe.»

41Abandi uko ari icumi babyumvise, batangira kurakarira Yakobo na Yohani.

42Yezu arabahamagara, arababwira ati «Muzi ko abahawe kugenga amahanga, bayagenga uko bashatse, kandi ko abatware bayo bayategekesha agahato.

43Kuri mwebwe rero si ko bimeze. Ahubwo ushaka kuba mukuru muri mwe, ajye yigira umugaragu wanyu,

44maze ushaka kuba uwa mbere, yihindure umucakara wa bose.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

45Dore n'Umwana w'umuntu ntiyazanywe no gukorerwa, ahubwo yazanywe no gukorera abandi, no gutanga ubugingo bwe ngo bube incungu ya benshi.»

### Yezu akiza impumyi yitwa Baritimeyo

(Mt 20,29–34 ; Lk 18,35–43)

46Nuko bagera i Yeriko. Igihe agisohoka muri Yeriko, ari kumwe n'abigishwa be n'imbaga y'abantu benshi, umuntu w'impumyi witwaga Baritimeyo, mwene Timeyo, akaba yari yicaye iruhande rw'inzira asabiriza.

47Yumvise ko ari Yezu w'i Nazareti, atera hejuru ati «Yezu, Mwana wa Dawudi, mbabarira!»

48Benshi baramucyaha ngo aceceke, ariko we arushaho gusakuza ati «Mwana wa Dawudi, mbabarira!»

49Yezu arahagarara, aravuga ati «Nimumuhamagare.» Bahamagara iyo mpumyi, barayibwira bati «Humura, haguruka, dore araguhamagaye.»

50Ajugunya igishura cye, ahaguruka bwangu, asanga Yezu.

51Yezu aramubaza ati «Urashaka ko ngukorera iki?» Impumyi iramusubiza iti «Mwigisha, mpa kubona!»

52Yezu aramubwira ati «Genda, ukwemera kwawe kuragukijije.» Ako kanya arahumuka, maze akurikira Yezu.

## Mariko 11

### Yezu yakirwa i Yeruzalemu nk'umwami

(Mt 21,1–11 ; Lk 19,28–40 ; Yh 12,12–16)

1Bagiye kugera i Yeruzalemu, ahagana i Betifage n'i Betaniya, hafi y'umusozi w'Imizeti, Yezu yohereza babiri mu bigishwa be,

2arababwira ati «Nimujye mu ngo ziri imbere yanyu; mukihagera murabona icyana cy'indogobe kiziritse, kitigeze kigira uwo giheka, mukiziture, maze mukinzanire.

3Nihagira ubabwira ati 'Ibyo mukora ni ibiki?' musubize muti 'Umwigisha aragikeneye, kandi aracyohereza vuba.'»

4Baragenda, basanga icyana cy'indogobe kiziritse ku irembo iruhande rw'inzira, barakizitura.

5Bamwe mu bari aho ngaho barababwira bati «Ibyo mukora ni ibiki? Kuki muzitura iyo ndogobe?»

6Bo babasubiza uko Yezu yari yababwiye, nuko barabihorera.

7Icyana cy'indogobe bakizanira Yezu, bagisasaho ibishura byabo, acyicaraho.

8Nuko abantu benshi basasa ibishura byabo mu nzira; abandi basasa amashami bari

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

batemye mu mirima.

9Abamugendaga imbere n'abari bamukurikiye barangurura ijwi bati «Hozana !
Hasingizwe Uje mu izina rya Nyagasani!

10Hasingizwe Ingoma y'umubyeyi wacu Dawudi itugezeho! Hozana, Imana nihabwe
impundu mu ijuru!»

11Nuko Yezu agera i Yeruzalemu, yinjira mu Ngoro y'Imana. Amaze kwitegereza
byose hirya no hino, umugoroba ukubye, arasohoka, ajyana na ba Cumi na babiri i
Betaniya.

### Umutini uteraga imbuto

(Mt 21,18–19)

12Bukeye, bahagurutse i Betaniya, Yezu aza gusonza.

13Akiri kure, arabukwa igiti cy'umutini gifite amababi, ajya kureba ko hari imbuto
yakibonaho, acyegereye, asanga ni ibibabi bisa, kuko kitari igihe cyacyo cyo kwera.

14Abwira icyo giti ati «Ntihakagire umuntu urya imbuto zawe ukundi!» Ubwo
abigishwa be baramwumvaga.

### Yezu yirukana abacuruzi mu Ngoro y'Imana

(Mt 21,10–17 ; Lk 19,45–48 ; Yh 2,13–16)

15Baragenda, bagera i Yeruzalemu. Yezu yinjira mu Ngoro y'Imana, atangira
kwirukana abacuruzi n'abaguzi bari mu Ngoro; ahirika ameza y'abavunjaga
amafaranga, n'intebe z'abacuruzaga inuma,

16kandi abuza abikoreraga imitwaro kwahuranya ikibuga cy'Ingoro.

17Nuko abigisha ababwira ati «Mbese ntihanditswe ngo: *Inzu yanjye izitwa inzu yo
gusengerwamo n'amahanga yose, naho mwebwe mwayigize ubuvumo bw'abambuzi !»*

18Abatware b'abaherezabitambo n'abigishamategeko ngo babimenye, bashaka
ukuntu bamwicisha, ariko bakamutinya, kuko rubanda rwatangariraga inyigisho ze.

19Bugorobye, Yezu n'abigishwa be bava mu mugi.

### Umutini wumye

(Mt 21,20–22)

20Mu gitondo bahita, babona wa mutini wumye kugeza mu mizi.

21Petero yibuka ibyabaye, maze abwira Yezu ati «Mwigisha, cya giti wavumye, dore
cyumye cyose!»

22Yezu aramusubiza ati «Nimwemere Imana!

23Ndababwira nkomeje ko uwizera Imana ashobora kubwira uriya musozi ati
'Shyiguka aho wirohe mu nyanja', niyizera adashidikanya ko ibyo avuze biba, bizaba.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

24Ni cyo gituma mbabwira nti ’Icyo musabye cyose musenga, mwizere ko mugihawe, kandi muzagihabwa.’

25Kandi igihe muhagaze musenga, mujye mubabarira uwo mwaba mufitanye akantu, kugira ngo namwe So wo mu ijuru ababababarire ibicumuro byanyu.

26Naho nimutababarira abandi, na So wo mu ijuru ntazababababarira ibicumuro byanyu.»

### Abategetsi babaza Yezu inkomoko y’ububasha bwe
(Mt 21,23–27 ; Lk 20,1–8)

27Barongera bagaruka i Yeruzalemu. Ubwo Yezu yagendagendaga mu Ngoro y’Imana, abaherezabitambo bakuru, abigishamategeko n’abakuru b’imiryango baramwegera,

28baramubwira bati «Ibyo ubikoresha bubasha ki? Ni nde waguhaye ubwo bubasha?»

29Yezu arababwira ati «Reka nanjye ngire icyo mbabaza, kandi munsubize, maze nanjye mbone kubabwira aho ububasha butuma nkora ibyo mubona bukomoka.

30Batisimu ya Yohani yaturutse mu ijuru cyangwa ku bantu? Nimunsubize!»

31Naho bo baribwira bati «Nituvuga ko yaturutse mu ijuru, aratubwira ati ’Mwabujijwe n’iki kumwemera?’

32Nituramuka tuvuze ko yaturutse ku bantu, bizatugendekera bite?» Koko rero batinyaga rubanda, kuko bose bahamyaga ko Yohani ari umuhanuzi nyawe.

33Nuko basubiza Yezu bati «Ntitubizi.» Yezu na we arababwira ati «Nanjye rero simbabwiye aho nkura ububasha bwo gukora ibyo mubona.»

## Mariko 12

### Umugani w’abanyamizabibu b’abahotozi
(Mt 21,33–46 ; Lk 20,9–19)

1Nuko Yezu atangira kubabwira mu migani, avuga ati «Umuntu yateye imizabibu mu murima we, ayikikizaho uruzitiro, acukuramo urwengero, yubakamo n’umunara w’abararirizi, awatira abahinzi, maze yigira mu rugendo.

2Igihe cy’isarura kigeze, yohereza umugaragu kuri ba bahinzi, ngo bamumuhere ku mbuto z’imizabibu.

3Ariko bo basumira uwo mugaragu, baramuhondagura, bamwohereza amara masa.

4Arongera abatumaho undi mugaragu, uwo na we bamurema uruguma mu mutwe, baramutukagura.

5Nuko yoherezayo undi, we baramwica. Nyuma yohereza n’abandi benshi, bamwe

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

barabakubita, abandi barabica.

6Hari hasigaye umwana we yakundaga, nyuma aba ari we abatumaho, yibwira ati ’Umwana wanjye we nta cyo bazamutwara.’

7Ariko abahinzi bamubonye, barabwirana bati ’Dore uzamuzungura; nimuze tumwice, maze tuzazungure ibye.’

8Nuko baramufata baramwica, bamujugunya inyuma y’umurima w’imizabibu.

9Mbese mubona nyir’imizabibu azakora iki? Azaza, arimbure abo bahinzi, maze imizabibu ayishinge abandi.

10Ntimwasomye se mu Byanditswe ngo *Ibuye ryajugunywe n’abubatsi, ni ryo ryabaye insanganyarukuta.*

11*Ngicyo icyo Nyagasani yakoze, kikaba kibaye igitangaza mu maso yacu.’*»

12Bashaka uko bafata Yezu, ariko batinya rubanda. Bari bumvise neza ko ari bo yavugaga muri uwo mugani. Nuko bamusiga aho, barigendera.

### Umusoro wa Kayizari

(Mt 22,15–22 ; Lk 20,20–26)

13Hanyuma bamwoherereza bamwe mu Bafarizayi no mu Baherodiyani, kugira ngo bamufatire ku byo avuga.

14Baraza baramubwira bati «Mwigisha, tuzi ko uvuga ukuri nta cyo wikanga, kuko udatinya amaso y’abantu, ahubwo wigisha inzira y’Imana mu kuri. Ese gutanga umusoro wa Kayizari biremewe, cyangwa se ntibyemewe? Tujye tuwutanga cyangwa se twoye kuwutanga?»

15Ariko Yezu kuko yari azi uburyarya bwabo, arababwira ati «Kuki muntega iyo mitego? Nimunzanire igiceri ndebe!»

16Barakimuzanira. Yezu arababaza ati «Iri shusho n’iri zina biriho ni ibya nde?» Barasubiza bati «Ni ibya Kayizari.»

17Yezu ni ko kubabwira ati «Ibya Kayizari mubisubize Kayizari, n’iby’Imana mubisubize Imana!» Ngo avuge atyo, baramutangarira cyane.

### Ikibazo cyerekeye izuka ry’abapfuye

(Mt 22,22–33 ; Lk 20,27–38)

18Nuko Abasaduseyi baza bamugana, ba bandi bavuga ko kuzuka bitabaho. Baramubaza bati

19«Mwigisha, dore Musa yatwandikiye iri tegeko ngo *’Umuntu napfa asize umugore batabyaranye, umuvandimwe we agomba gucyura uwo mugore, kugirango acikure nyakwigendera.’*

20Habayeho rero abavandimwe barindwi, uwa mbere ashaka umugore maze apfa

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

batabyaranye.

21Uwa kabiri acyura wa mupfakazi, na we apfa batabyaranye. N'uwa gatatu bigenda gutyo.

22Bose uko ari barindwi bapfa badasize imbuto. Amaherezo wa mugore na we arapfa.

23Igihe cy'izuka, nibamara kuzuka, mbese uwo mugore azaba uwa nde muri bo, ko bose uko ari barindwi bazaba baramutunze?»

24Yezu arabasubiza ati «Aho ntimwayobejwe no kutamenya Ibyanditswe, mukirengagiza n'ububasha bw'Imana?

25Erega igihe abapfuye bazazuka, nta we uzagira umugore, nta n'uzagira umugabo, ahubwo bazamera nk'abamalayika bo mu ijuru.

26Naho ku byerekeye ko abapfuye bazazuka, nta bwo mwasomye mu gitabo cya Musa, uko Imana yamubwiriye muri cya gihuru kigurumana, iti *'Ndi Imana ya Abrahamu, Imana ya Izaki, n'Imana ya Yakobo ?'»*

27Nta bwo rero Imana ari iy'abapfuye, ahubwo ni iy'abazima. Mwarayobye cyane!»

### Itegeko riruta ayandi

(Mt 22,34–40 ; Lk 10,25–28 ; 20,39–40)

28Umwe mu bigishamategeko wari wumvise bajya impaka, abonye ko Yezu abashubije neza, aramwegera aramubaza ati «Itegeko riruta ayandi ni irihe?»

29Yezu aramusubiza ati «Irya mbere ni iri ngiri: *Tega amatwi Israheli, Nyagasani Imana yacuni We Nyagasani umwe rukumbi:*

30*Urajye ukunda Nyagasani Imana yawe n'umutima wawe wose, n'amagara yawe yose, n'ubwenge bwawe bwose, n'imbaraga zawe zose.*

31Irya kabiri na ryo ngiri: *Urajye ukunda mugenzi wawe nk'uko wikunda.* Nta rindi tegeko riruta ayo yombi.»

32Uwo mwigishamategeko aramubwira ati «Ni koko, Mwigisha, uvuze ukuri ko Nyagasani ari umwe rukumbi, kandi nta yindi mana ibaho uretse Yo yonyine.

33Kandi kuyikunda n'umutima wawe wose, n'ubwenge bwawe bwose, n'imbaraga zawe zose, ugakunda mugenzi wawe nk'uko wikunda, ibyo biruta ibitambo n'amaturo byose.»

34Yezu yumvise ko amushubije neza, aramubwira ati «Nta bwo uri kure y'Ingoma y'Imana.» Nuko ntihagira utinyuka kongera kugira icyo amubaza.

### Kristu asumba Dawudi

(Mt 22,41–46 ; 20,41–44)

35Igihe Yezu yigishirizaga mu Ngoro y'Imana, araterura ati «Ni iki gituma abigishamategeko bavuga ko Kristu ari Mwene Dawudi?

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

36Kandi Dawudi ubwe yaravuze ati *‘Nyagasani yabwiye Umutegetsi wanjye ati ’Icara iburyo bwanjye, kugeza igihe abanzi bawe mbahindura imisego y’ibirenge byawe’.*

37Uwo Dawudi yita Umutegetsi, yaba umwana we ate ?» Abantu benshi bamwumvanaga umunerezo.

### Yezu aburira rubanda ngo birinde abigishamategeko

(Mt 23,1–12 ; Lk 20,45–47)

38Mu nyigisho ze Yezu akavuga ati «Murajye mwirinda abigishamategeko, bakunda gutembera bambaye amakanzu maremare, no kuramukirizwa mu materaniro.

39Bakunda kandi guhabwa intebe z’icyubahiro mu masengero n’imyanya y’imbere aho batumiwe.

40Icyabo ni ukurya ingo z’abapfakazi, maze bakiha kuvuga amasengesho y’urudaca. Abo bazacirwa urubanza rukaze kurusha abandi.»

### Ituro ry’umupfakazi w’umukene

(Lk 21,1–4)

41Yezu yari yicaye mu Ngoro y’Imana, ahateganye n’ububiko ba shyiragamo amaturo, yitegereza uko rubanda batura. Abakungu benshi bashyiragamo byinshi.

42Maze haza umupfakazi w’umukene, ashyiramo uduceri tubiri.

43Yezu ahamagara abigishwa be, arababwira ati «Ndababwira ukuri: Uriya mupfakazi w’umukene yarushije abandi bose gutura.

44Kuko bariya bose bashyizemo ku by’ikirenga, naho we yashyizemo ibyari bimutunze byose.»

## Mariko 13

### Yezu ahanura ko Ingoro izasenywa

(Mt 24,1–3 ; Lk 21,5–7)

1Yezu asohotse mu Ngoro, umwe mu bigishwa be aramubwira ati «Mwigisha, irebere nawe: mbega amabuye manini! Mbega amazu meza!»

2Yezu aramubwira ati «Ntureba ariya mazu ukuntu asa? Nkubwiye ko nta buye rizasigara rigeretse ku rindi, yose azasenyuka.»

3Nuko igihe yari yicaye ku musozi w’Imizeti, ahateganye n’Ingoro, Petero na Yakobo na Yohani na Andereya bamubaza biherereye bati

4«Tubwire igihe ibyo bizabera, n’ikimenyetso kizereka abantu ko ibyo byose bigiye gushira.»

### Ibimenyetso bizabanziriza ayo makuba

(Mt 24,4–14 ; Lk 12,11–12)

5Yezu ni ko guterura ati «Muramenye ntihazagire ubayobya,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6kuko hazaza benshi biyitirira izina ryanjye, bavuga bati ’Ni jye Kristu’, maze bayobye abantu benshi.

7Nimwumva bavuga intambara cyangwa impuha zayo, ntimuzakuke umutima. Ibyo bigomba kuba, ariko ntibizaba ari byo herezo.

8Igihugu kizahagurukira ikindi, ingoma ishyamirane n’indi, kandi hamwe hazaba imitingito y’isi, ahandi hatere inzara. Bizamera nk’intangiriro y’ububabare bw’umugore wenda kubyara.

9Namwe ubwanyu, muramenye! Bazabagabiza inkiko, mukubitirwe mu masengero. Bazabahagarika imbere y’abami n’abandi bategetsi, ari jye babaziza, bityo muzambere abagabo imbere yabo.

10Icyakora, Inkuru Nziza izabanza yogezwe mu mahanga yose.

11Maze igihe bazaba babajyanye kubatanga, ntimuzabunze imitima mwibaza icyo muzavuga. Muzavuge ikibajemo muri uwo mwanya, kuko atari mwe muzaba muvuga, ahubwo azaba ari Roho Mutagatifu ubavugiramo.

12Umuvandimwe azicisha umuvandimwe we, umubyeyi yicishe umwana we, abana na bo bazahinduka ababyeyi babicishe.

13Kandi muzangwa n’abantu bose, muzira izina ryanjye; ariko uzakomera kugeza ku ndunduro, uwo nguwo azarokorwa.

### Amagorwa ya Yeruzalemu

(Mt 24,15–25 ; Lk 21,20–24)

14Nimubona ’ishyano ry’icyorezo ’ riri aho ritagomba kuba — usoma abyumve neza! icyo gihe abazaba bari muri Yudeya bazahungire mu misozi;

15uzaba ari hejuru y’inzu, ntazamanuke ku nzu ye ngo yinjiremo, maze agire icyo avanamo;

16kandi uzaba ari mu murima ntazahindukire ngo ajye gushaka igishura cye imuhira.

17Hagowe abazaba batwite n’abazaba bonsa muri iyo minsi!

18Nimusabe kugira ngo ibyo byose bitazaba ari mu itumba.

19Kuko muri iyo minsi hazaba amakuba atigeze abaho, kuva mu ntangiriro Imana irema isi kugeza ubu ngubu, kandi nta n’ubwo azongera kubaho.

20Kandi iyo Nyagasani atagabanya iyo minsi, nta muntu wajyaga kuzarokoka; ariko kubera intore yatoye, yagabanyije iyo minsi.

21Ubwo nihagira ububwira ati ’Dore Kristu ari hano!’ cyangwa ’Ari hariya!’ ntimuzamwemere.

22Kuko hazaduka abiyita Kristu, haze n’abiyita abahanuzi berekana ibimenyetso,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bakore n'ibitangaza byo kuyobya n'abatowe, iyaba byashobokaga.

23Naho mwebwe muritonde, dore ndababuriye kuri byose.

### Amaza y'Umwana w'umuntu

(Mt 24,29–31 ; Lk 21,25–28)

24Muri iyo minsi kandi, nyuma y'icyo cyorezo, izuba rizacura umwijima, ukwezi ntikuzamurika,

25inyenyeri zizahanuka ku ijuru, maze ibikomeye byo mu ijuru bihungabane.

26Ni bwo bazabona Umwana w'umuntu aje mu bicu, afite ububasha bukomeye n'ikuzo ryinshi.

27Ubwo rero azohereza abamalayika mu mpande enye z'isi, aho isi iherera kugeza ku mpera y'ijuru, maze akoranye intore ze.

### Ikigereranyo ku giti cy'umutini

(Mt 24,32–36 ; Lk 21,29–33)

28Nimugereranye muhereye ku giti cy'umutini maze mwumve: iyo amashami yacyo amaze gutoha akameraho amababi, mumenyeraho ko igihe cy'imbuto cyegereje.

29Namwe rero nimubona ibyo bibaye, muzamenye ko Umwana w'umuntu ari hafi, ndetse ko ageze ku miryango yanyu.

30Ndababwira ukuri, iki gisekuru ntikizahita ibyo byose bitabaye.

31Ijuru n'isi bizashira, ariko amagambo yanjye nta bwo azashira.

32Nyamara uwo munsi cyangwa iyo saha, nta we ubizi, habe n'abamalayika bo mu ijuru, habe ndetse na Mwana; bizwi n'Imana Data wenyine.

### Murabe maso

(Mt 25,13–15 ; Lk 12,36–38)

33Mwitonde, mube maso, kuko mutazi igihe bizabera.

34Bizaba bimeze nk'umuntu wagiye mu rugendo, agashinga abagaragu be urugo rwe, akagenera buri wese umurimo we, naho umunyarugi akamutegeka kuba maso.

35Murabe maso rero kuko mutazi igihe nyir'urugo azazira, ari ku mugoroba, ari mu gicuku, ari mu nkoko, cyangwa mu gitondo,

36kugira ngo atazaza abatunguye, agasanga musinziriye.

37Ibyo mbabwiye, mbibwiye n'abandi bose: Murabe maso!»

## Mariko 14

### Yezu bamugambanira

(Mt 26,1–5 ; Lk 22,1–2 ; Yh 11,47–53)

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[1]Hari hasigaye iminsi ibiri ngo Pasika ibe, n'umunsi mukuru w'imigati idasembuye. Nuko abatware b'abaherezabitambo n'abigishamategeko bashaka gufata Yezu ku mayeri ngo bamwice.

[2]Icyakora baravugaga bati «Ntibizabe ku munsi mukuru, ejo rubanda rudatera imidugararo.»

### Yezu asigirwa i Betaniya
(Mt 26,6–13 ; Yh 12,1–8)

[3]Igihe Yezu yari i Betaniya kwa Simoni umubembe, ari ku meza, haza umugore ufite agacupa kuzuye umubavu umininnye w'igiciro gikomeye. Nuko amaze kugapfundura, umubavu awusuka ku mutwe wa Yezu.

[4]Bamwe ariko birabarakaza, barabwirana bati «Uriya mubavu uzize iki?

[5]Uyu mubavu wajyaga kugurwa amadenari arenze magana atatu, maze agahabwa abakene!» Nuko batonganya uwo mugore.

[6]Ariko Yezu arababwira ati «Nimumureke! Muramutonganyiriza iki? Dore ibyo amaze kungirira ni byiza.

[7]Abakene muzabahorana iteka, kandi aho mushakiye mubagirira neza; naho jyewe ntimuzamporana iteka.

[8]Yakoze ibyo ashoboye: yasize umubiri wanjye ateganya ihambwa ryanjye.

[9]Ndababwira ukuri: ku isi yose, aho Inkuru Nziza izamamazwa hose, bazajya bavuga n'ibyo uyu mugore amaze gukora, bamwibuke.»

### Ubugambanyi bwa Yuda
(Mt 26,14–16 ; Lk 22,3–6)

[10]Nuko Yuda Isikariyoti, umwe muri ba Cumi na babiri, asanga abatware b'abaherezabitambo bakuru, agira ngo azamubagabize.

[11]Ngo babyumve, barishima, maze bamusezeranya kuzamuha ikiguzi. Yuda asigara ashaka uburyo bwo kumutanga.

### Itegura rya Pasika
(Mt 26,17–19 ; Lk 22,7–13)

[12]Umunsi wa mbere wo kurya Imigati idasembuye, ari na wo babagagaho intama za Pasika, abigishwa be baramubaza bati «Urashaka ko tujya gutegura he, ngo uharire Pasika?»

[13]Yezu yohereza babiri mu bigishwa be, arababwira ati «Nimujye mu murwa, muri buhure n'umuntu wikoreye ikibindi cy'amazi, mumukurikire,

[14]maze aho yinjira, mubwire nyir'urugo muti 'Umwigisha aravuze ngo: Icyumba cyanjye nza kuriramo Pasika hamwe n'abigishwa banjye kiri hehe?'


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Ari bubereke mu nzu yo hejuru icyumba kigari, gishashe, kandi giteguye neza, abe ariho mudutegurira ibya Pasika.»

16Abigishwa baragenda, bagera mu murwa, maze basanga bimeze uko yabibabwiye, batunganya ibya Pasika.

### Yezu amenyesha ubugambanyi bwa Yuda
(Mt 26,20–25 ; Lk 22.14 ; Yh 13,21–30)

17Bugorobye, Yezu azana na ba Cumi na babiri.

18Nuko igihe bari ku meza barya, Yezu aravuga ati «Ndababwira ukuri: umwe muri mwe dusangira, agiye kungambanira.»

19Nuko barashavura, batangira kumubaza umwe umwe bati «Mbese yaba ari jyewe?»

20Arabasubiza ati «Ni umwe muri ba Cumi na babiri; dore dukoreye ku mbehe rimwe.

21Koko Umwana w'umuntu aragiye, nk'uko ibyanditswe bimuvuga, ariko hagowe uwemeye kumugambanira! Ibyiza ni uko uwo muntu aba ataravutse.»

### Yezu arema Ukaristiya
(Mt 26,26–29 ; Lk 22,15–20)

22Nuko igihe bafunguraga, Yezu afata umugati, amaze gushimira Imana, arawumanyura, arawubahereza avuga ati «Nimwakire: iki ni umubiri wanjye.»

23Hanyuma afata inkongoro, amaze gushimira Imana, arayibahereza, maze bayinyweraho bose.

24Nuko arababwira ati «Iki ni amaraso yanjye y'Isezerano, amenewe abantu batabarika.

25Ndababwira ukuri: Nta bwo nzongera kunywa ku mbuto y'imizabibu, kugeza ku munsi nzanywera divayi nshya mu Ngoma y'Imana.»

### Yezu abwira Petero ko ari bumwihakane
(Mt 26,30–35 ; Lk 22,33–34 ; Yh 13,37–38)

26Bamaze kuririmba zaburi, barasohoka bagana ku musozi w'Imizeti.

27Yezu arababwira ati «Mwese ibigiye kumbaho biratuma muhungabana, kuko byanditswe ngo *'Nzakubita umushumba, maze intama zitatane.'*

28Ariko nimara kuzuka, nzabatanga mu Galileya.»

29Petero aramubwira ati «N'aho bose bahungabana, jye ntibizambaho!»

30Yezu aramusubiza ati «Ndakubwira ukuri: None muri iri joro, isake itarabika ubwa kabiri, uraba umaze kunyihakana gatatu.»

31Ariko we arakomeza ati «N'aho nagomba gupfana nawe, sinakwihakana!» Abandi bose na bo bavuga batyo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Yezu asengera i Getsemani

(Mt 26,36–46 ; Lk 22,40–46)

32Nuko bajya mu murima witwa Getsemani, maze Yezu abwira abigishwa be ati «Nimube mwicaye hano, umwanya ngiye gusenga.»

33Yezu ajyana na Petero na Yakobo na Yohani, maze atangira kugira ubwoba n'ishavu.

34Arababwira ati «Umutima wanjye ushavuye byo gupfa; nimugume aha, maze mube maso.»

35Yigiye imbere gato, yikubita hasi, arasaba ngo niba bishoboka, iyo saha ice kure ye.

36Yaravugaga ati «Abba, Dawe ! Byose biragushobokera: igizayo iyi nkongoro ; nyamara ntibibe uko jye nshaka, ahubwo bibe uko wowe ushaka.»

37Yezu aragaruka, asanga basinziriye; abwira Petero ati «Simoni, urasinziriye, ntiwashoboye kuba maso isaha n'imwe?

38Nimube maso, musenge kugira ngo mutaza kugwa mu gishuko; koko umutima w'umuntu uharanira ibyiza, ariko umubiri we ukagira intege nke.»

39Yezu asubirayo, yongera kwambaza avuga nka mbere.

40Hanyuma agarutse, asanga na none basinziriye, kuko amaso yabo yari aremerewe; nuko ntibabona icyo bamusubiza.

41Ubwa gatatu araza, arababwira ati «Noneho nimusinzire, muruhuke! Nimurekere aho. Isaha irageze; dore Umwana w'umuntu agiye gushyirwa mu maboko y'abanyabyaha.

42Nimuhaguruke tugende! Dore untanga ari hafi.»

### Ifatwa rya Yezu

(Mt 26,47–56 ; Lk 22,47–53 ; Yh 18,2–11)

43Nuko ako kanya akivuga, Yuda umwe muri ba Cumi na babiri azana n'igitero cy'abantu bafite inkota n'ibibando, boherejwe n'abaherezabitambo bakuru, n'abigishamategeko, n'abakuru b'imiryango.

44Umugambanyi yari yabahaye ikimenyetso, ati «Uwo nza guhobera nkamusoma, araba ari we: mumufate, maze mumujyane, mumenye ntabacike.»

45Nuko Yuda araza yegera Yezu, ati «Mwigisha!»; nuko aramusoma.

46Ba bandi bahita basumira Yezu ubwo, baramufata.

47Umwe mu bari aho, akura inkota ayikubita umugaragu w'umuherezabitambo mukuru, amuca ugutwi.

48Nuko Yezu arababwira ati «Mwaje kumfata mufite inkota n'ibibando nk'aho ndi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

igisambo!

49Nyamara iminsi yose nabaga ndi kumwe namwe mu Ngoro y'Imana nigisha, ntimwamfashe. Ariko ibi bibereye kugira ngo Ibyanditswe byuzuzwe.»

50Nuko bose bamusiga aho barahunga.

51Hari umusore wari ukurikiye Yezu, yifubitse igishura cyonyine; nuko baramufata.

52We rero arabiyaka, abasigira igishura mu ntoki, ahunga yambaye ubusa.

### Yezu imbere y'inama nkuru

(Mt 26,57–68 ; Lk 22,54–55.63–71 ; Yh 18,12–18)

53Nuko Yezu bamushyira umuherezabitambo mukuru, maze abatware b'abaherezabitambo, n'abakuru b'imiryango, n'abigishamategeko, baraterana bose.

54Petero akaba yari yamukurikiriye kure, kugera mu ngoro y'umuherezabitambo mukuru, maze yicarana n'abagaragu ku ikome, arota.

55Ubwo rero abatware b'abaherezabitambo n'inama nkuru yose bashaka icyo bashinja Yezu kugira ngo bamucire urwo gupfa, ariko barakibura.

56Benshi nanone bamushinjaga ibitari byo, n'ibyo bamushinje ntibabihuze.

57Bamwe barahaguruka, bamushinja ibinyoma bavuga bati

58«Twamwumvise avuga ati 'Jyewe nzasenya iyi Ngoro yubatswe n'amaboko y'abantu, maze mu minsi itatu nubake indi itubakishijwe amaboko y'abantu.'»

59Ariko no kuri ibyo, uko bamuregaga ntibabihuze.

60Nuko umuherezabitambo mukuru arahaguruka, ahagarara hagati y'iteraniro, abaza Yezu ati «Nta cyo usubiza ku byo aba bantu bakurega?»

61We rero araceceka, ntiyagira icyo asubiza. Umuherezabitambo mukuru arongera aramubaza ati «Mbese uri Kristu, Umwana wa Nyagusingizwa?»

62Yezu arasubiza ati «Ndi we, byongeye kandi muzabona *Umwana w'umuntu yicaye iburyo bwa Nyir'ububasha, munamuboneaje ku bicu by'ijuru.»*

63Nuko umuherezabitambo mukuru ashishimura imyambaro ye, avuga ati «Abagabo bandi dushaka ni ab'iki?

64Mwiyumviye ukuntu atutse Imana. Mubitekerezaho iki?» Bose bahamya ko akwiye gupfa.

65Hanyuma bamwe batangira kumuvunderezaho amacandwe no kumupfuka mu maso, no kumukubita inshyi, bamubwira bati «Ngaho duhanurire!» Abagaragu na bo bamukubita inshyi.

### Petero yihakana Yezu gatatu

(Mt 26,69–75 ; Lk 22,56–62 ; Yh 18,25–27)

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

66Icyo gihe Petero yari mu rugo, maze haza umwe mu baja b'umuherezabitambo mukuru.

67Abonye Petero yota aramwitegereza, maze aramubwira ati «Nawe wari kumwe na Yezu w'i Nazareti!»

68Petero ahakana avuga ati «Ibyo simbizi, sinumva icyo ushaka kuvuga.» Arahaguruka, ajya ku irembo.

69Wa muja yongera kumwitegereza, abwira abari aho ati «Koko uriya ni umwe muri bo!»

70We ariko arongera arahakana. Hashize akanya, abari aho babwira Petero bati «Ni ukuri, uri umwe muri bo! Byongeye uri Umunyagalileya.»

71Nuko we atangira kurahira yimazeyo ati «Uwo muntu muvuga, nta bwo muzi!» Ako kanya isake ibika ubwa kabiri.

72Nuko Petero yibuka ijambo Yezu yari yamubwiye ati «Isake itarabika ubwa kabiri, uzaba unyihakanye gatatu.» Nuko araturika ararira.

## Mariko 15

### Yezu ari imbere ya Pilato

(Mt 27,11–26 ; Lk 23,1–25 ; Yh 18,28—19,16)

1Mu gitondo kare, abatware b'abaherezabitambo bateranira hamwe n'abakuru b'imiryango n'abigishamategeko, mbese abagize inama nkuru bose. Bamaze kuboha Yezu, baramujyana bamushyikiriza Pilato.

2Nuko Pilato aramubaza ati «Mbese uri umwami w'Abayahudi?» Yezu aramusubiza ati «Urabyivugiye.»

3Abatware b'abaherezabitambo bamurega byinshi.

4Pilato arongera aramubaza ati «Nta cyo usubiza? Ntiwumva ibyo bakurega byose?»

5Yezu ariko ntiyongera kugira icyo asubiza, Pilato biramutangaza cyane.

6Buri munsi mukuru yabarekuriraga imwe mu mfungwa babaga bamusabye.

7Ubwo rero mu buroko hakaba uwitwa Barabasi, wari wafatanywe n'abandi bagome bari biciye umuntu mu myivumbagatanyo.

8Nuko rubanda rurazamuka, batangira gusaba Pilato ngo abagirire uko yabamenyereje.

9Pilato arababaza ati «Murashaka ko mbarekurira umwami w'Abayahudi?»

10Yari azi neza ko abaherezabitambo bakuru bari bamutanze babitewe n'ishyari.

11Ubwo ariko abaherezabitambo bakuru boshya rubanda gusaba ko abarekurira

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Barabasi.

12Pilato arongera arababaza ati «Maze se ngire nte uwo mwita umwami w'Abayahudi?»

13Bo rero batera hejuru bati «Mubambe ku musaraba!»

14Pilato arababaza ati «Ikibi yakoze ni ikihe?» Bo rero barushaho gutera hejuru bati «Mubambe ku musaraba!»

15Pilato ahitamo gushimisha rubanda, abarekurira Barabasi. Amaze gukubitisha Yezu, aramutanga ngo bajye kumubamba.

### Yezu atamirizwa amahwa

(Mt 27,27–31 ; Yh 19,2–3)

16Nuko abasirikare bajyana Yezu mu gikari cy'ingoro ya Pilato, maze bakoranya igombaniro ryose.

17Bamwambika igishura gitukura, nyuma baboha ikizingo cy'amahwa, bakimushyira ku mutwe.

18Nuko batangira kumushungera bavuga bati «Turakuramya, Mwami w'Abayahudi!»

19Ubwo bamukubitisha urubingo mu mutwe, bakamuvunderezaho amacandwe, maze bagatera ivi imbere ye byo kumuramya.

20Bamaze kumukwena batyo, bamwambura igishura gitukura, bamwambika imyambaro ye, baramushorera, bajya kumubamba.

### Ibambwa rya Yezu

(Mt 27,33–44 ; Lk 23,36–43 ; Yh 19,16–24)

21Mu nzira, bafatirana Simoni w'i Sireni, se wa Alegisanderi na Rufusi, wiviraga mu murima, ngo amutwaze umusaraba.

22Nuko bajyana Yezu ahantu hitwa Gologota, bikavuga ku Kibihanga.

23Bamuha divayi ivanze n'indurwe ngo abinywe, ariko ntiyabyakira.

24Nuko baramubamba. Hanyuma bigabanya imyambaro ye, bayikoreraho ubufindo ngo bamenye icyo buri wese yegukana.

25Bamubambye ari ku isaha ya gatatu.

26Hari kandi urubaho rwanditseho icyo azize, ngo «Umwami w'Abayahudi».

27Maze bamubambana n'abagome babiri, umwe iburyo undi ibumoso bwe.

(28... )

29Abahisi bakamutuka bazunguza umutwe kandi bavuga ngo «Ngaho da! Wowe usenya Ingoro y'Imana maze ukongera ukayubaka mu minsi itatu,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

30ikize ubwawe, wimanure ku musaraba!»

31Abatware b'abaherezabitambo hamwe n'abigishamategeko bamushinyaguriraga bavuga ngo «Yakijije abandi, none yananiwe kwikiza ubwe!

32Kristu, Umwami wa Israheli, namanuke ku musaraba ubu ngubu, kugira ngo tubone maze twemere!» Ndetse n'abari babambanywe na we, na bo baramutukaga.

### Urupfu rwa Yezu

(Mt 27,45–56 ; Lk 23,44–48 ; Yh 19,28–30)

33Bigejeje ku isaha ya gatandatu, umwijima ucura ku isi yose, kugeza ku isaha ya cyenda.

34Nuko ku isaha ya cyenda, Yezu avuga mu ijwi riranguruye ati *«Eloyi, Eloyi, lama sabaktani?»* bivuga ngo «Mana yanjye, Mana yanjye, icyatumye untererana ni iki?»

35Bamwe mu bari aho bamwumvise, baravuga bati «Dore aratabaza Eliya!»

36Umwe ariruka, avika icyangwe muri divayi irura, maze agitunga ku rubingo, aramuhereza ngo anywe, avuga ati «Nimureke turebe niba Eliya aza kumumanura.»

37Yezu arangurura ijwi cyane, nuko araca.

38Maze umubambiko wo mu Ngoro y'Imana utanyukamo kabiri, kuva hejuru kugeza hasi.

39Nuko umutegeka w'abasirikare, wari uhagaze imbere ye, abonye ko aciye atyo, aravuga ati «Koko, uyu yari umwana w'Imana!»

40Hari n'abagore bareberaga kure. Barimo Mariya Madalena, na Mariya nyina wa Yakobo muto na Yoze, na Salome,

41bajyaga bakurikira Yezu kandi bakamukorera igihe yari mu Galileya. Bari kumwe n'abandi bagore benshi bari barazamukanye na we ajya i Yeruzalemu.

### Ihambwa rya Yezu

(Mt 27,57–61 ; Lk 23,49–56 ; Yh 19,38–42)

42Bugorobye, kuko hari ku mwiteguro w'isabato,

43Yozefu w'i Arimatiya, umujyanama w'umunyacyubahiro, wari utegereje na we Ingoma y'Imana, ashirika ubwoba aza kwa Pilato, maze asaba umurambo wa Yezu.

44Pilato atangazwa n'uko yaba yapfuye, ahamagaza umutegeka w'abasirikare, amubaza niba hashize igihe apfuye.

45Amaze kubyemezwa n'uwo mutegeka, yemerera Yozefu kujyana umurambo.

46Yozefu, ngo amare kugura umwenda, amanura umurambo wa Yezu ku musaraba, awuzingiraho uwo mwenda, maze awushyingura mu mva yari yacukuwe mu rutare. Hanyuma ahirikira ibuye ku muryango w'imva.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

47Nuko Mariya Madalena na Mariya nyina wa Yoze bitegereza aho bamushyize.

## Mariko 16

### Imva irimo ubusa

(Mt 28,1–8 ; Lk 24,1–11 ; Yh 20,1)

1Isabato irangiye, Mariya Madalena na Mariya nyina wa Yakobo na Solome, bagura
imibavu yo kumusiga.

2Nuko mu gitondo cya kare, ku wa mbere w'isabato, bajya ku mva, izuba rirashe.

3Baravugana bati «Ni nde uri buduhirikire ibuye riri ku muryango w'imva?»

4Nuko bitegereje, babona ibuye rihirikiye iruhande; nyamara ryari rinini cyane.

5Binjiye mu mva, babona umusore wari wicaye iburyo, yambaye ikanzu yera, maze
bashya ubwoba.

6Nuko arababwira ati «Mwigira ubwoba. Murashaka Yezu w'i Nazareti, uwabambwe
ku musaraba; yazutse, ntakiri hano. Ngaho nimwirebere n'aho bari bamushyize.

7Ahubwo nimujye kubwira abigishwa be, na Petero, ko abatanze mu Galileya; ni ho
muzamubonera nk'uko yabibabwiye.»

8Basohoka mu mva bahunga, kuko umushyitsi n'ubwoba byari byabatashye. Nuko
ntibagira uwo babibwira, kuko bari bafite ubwoba.

### Yezu abonekera abe

9Yezu amaze kuzuka mu gitondo cy'uwa mbere w'isabato, abanza kubonekera
Mariya Madalena , uwo yari yarirukanyemo roho mbi ndwi.

10Nuko Mariya ajya kubimenyesha abari barabanye na we, bari bakiri mu mubabaro
n'amarira.

11Bumvise ko Yezu ari muzima, kandi ko yamubonye, ntibamwemera.

12Hanyuma Yezu yongera kubonekera babiri muri bo, bari mu nzira bajya mu cyaro,
bamubona asa ukundi.

13Na bo bajya kubimenyesha abandi, ariko ntibabemera.

14Hanyuma abonekera ba bandi Cumi n'umwe, bari ku meza, maze abatonganyiriza
ukutemera kwabo n'umutima wabo unangiye, kuko bari banze kwemera abari
bamubonye amaze kuzuka.

15Ni bwo ababwiye ati «Nimujye mu isi hose, mwamamaze Inkuru Nziza mu biremwa
byose.

16Uzemera akabatizwa azakira; utazemera azacibwa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17Dore kandi n'ibimenyetso bizaranga abazaba bemeye: mu izina ryanjye bazirukana roho mbi, bazavuga indimi nshya,

18bazafata inzoka; nibagira kandi icyo banywa cyica, nta cyo kizabatwara; bazaramburira ibiganza ku barwayi bakire.»

19Nuko Nyagasani Yezu amaze kubabwira atyo, ajyanwa mu ijuru, maze yicara iburyo bw'Imana.

20Naho bo baragenda, bajya kwigisha hose. Nyagasani yabibafashagamo, kandi ijambo ryabo akarikomeresha ibimenyetso byariherekezaga.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Luka

## Luka 1

### Intangiriro

1Ubwo benshi batangiye kwandika barondora ibyabaye muri twe,

2mbese nk'uko twabigejejweho n'ababyiboneye kuva mu ntangiriro, ari na bo bari bashinzwe kwamamaza ijambo ry'Imana,

3nanjye, maze kubaririza neza uko byagenze kuva bigitangira, niyemeje, nyakubahwa Tewofili, kukwandikira ayo mateka nyakurikiranyije,

4ngo umenye nyakuri ukuntu inyigisho washyikirijwe zihamye.

### Integuza y'ivuka rya Yohani Batisita

5Ku ngoma ya Herodi, umwami wa Yudeya, hari umuherezabitambo wo mu cyiciro cya Abiya, akitwa Zakariya, n'umugore we akaba uwo mu muryango wa Aroni, akitwa Elizabeti.

6Bombi bari intungane imbere y'Imana, bagakurikiza badatezuka amategeko n'amabwiriza yose ya Nyagasani.

7Ariko nta mwana bari bafite, kuko Elizabeti yari ingumba; byongeye bombi bari bageze mu zabukuru.

8Igihe rero Zakariya yariho akora imihango y'ubuherezabitambo imbere y'Imana, mu mwanya ugenewe icyiciro cye,

9nk'uko abaherezabitambo babigenzaga, ubufindo buramufata ngo ajye gutwika ububani mu Ngoro ya Nyagasani.

10Rubanda rwose rwasengeraga hanze igihe cyo gutwika ububani.

11Nuko Umumalayika wa Nyagasani amubonekera ahagaze iburyo bw'urutambiro rw'ububani.

12Zakariya amubonye arikanga, ubwoba buramutaha.

13Ariko Malayika aramubwira ati «Wigira ubwoba, Zakariya, kuko isengesho ryawe ryashimwe: umugore wawe Elizabeti azakubyarira umuhungu, maze ukazamwita Yohani.

14Azagutera ibyishimo n'umunezero, kandi benshi bazashimishwa n'ivuka rye,

15kuko azaba umuntu ukomeye mu maso ya Nyagasani. Ntazanywa divayi n'icyitwa inzoga cyose, kandi azuzura Roho Mutagatifu akiri mu nda ya nyina.

16Azagarura abana benshi ba Israheli kuri Nyagasani, Imana yabo,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17kandi azagenda imbere y'Imana arangwa n'umutima n'ubushobozi nka Eliya, agira ngo yunge ababyeyi n'abana babo, no kugira ngo ab'ibigande abagire intungane, maze ategurire atyo Nyagasani umuryango umutunganiye.»

18Nuko Zakariya abwira Malayika, ati «Nzabibwirwa n'iki, ko ndi umusaza, n'umugore wanjye akaba ageze mu zabukuru?»

19Malayika aramusubiza ati «Ndi Gaburiyeli uhora imbere y'Imana; natumwe kukubwira no kukugezaho iyo nkuru nziza.

20Nyamara guhera ubu ngubu ugiye kuba ikiragi; ntuzongera kuvuga kugeza ku munsi ibyo bizaberaho, kuko utemeye ibyo nakubwiye bizagaragara igihe cyabyo kigeze.»

21Ubwo rubanda rwari rutegereje Zakariya, rutangazwa n'uko yatinze mu Ngoro.

22Aho asohokeye, ntiyari agishobora kuvuga, maze bamenya ko yabonekerewe mu Ngoro. Nuko aba uwo kubacira amarenga, akomeza kuba ikiragi.

23Iminsi y'imihango y'ubuherezabitambo irangiye arataha.

24Hashize iminsi, umugore we Elizabeti arasama, amara amezi atanu atajya ahagaragara, avuga ati

25«Dore ibyo Nyagasani yangiriye, yarangobotse ankiza icyankozaga isoni mu bantu.»

### Integuza y'ivuka rya Yezu

26Hahise amezi atandatu, Malayika Gaburiyeli atumwa n'Imana, mu mugi wo mu Galileya witwa Nazareti,

27ku mukobwa w'isugi wari warasabwe n'umusore witwa Yozefu, wo mu muryango wa Dawudi; uwo mukobwa yitwaga Mariya.

28Malayika aza iwabo, aramubwira ati «Ndakuramutsa, mutoni w'Imana ; Nyagasani ari kumwe nawe.»

29Yumvise ayo magambo, arikanga, yibaza icyo iyo ndamutso ivuga.

30Malayika aramubwira ati «Wigira ubwoba, Mariya, kuko wagize ubutoni ku Mana.

31Dore ugiye gusama inda, ukazabyara umuhungu, maze ukazamwita izina rya Yezu.

32Azaba umuntu ukomeye, kandi bazamwita Mwene Nyir'ijuru. Nyagasani Imana azamwegurira ingoma ya se Dawudi;

33azategeka umuryango wa Yakobo ubuziraherezo, ingoma ye ntizashira.»

34Nuko Mariya abwira Malayika, ati «Ibyo bizashoboka bite, kandi nta mugabo mfite?»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

35Malayika aramusubiza ati «Roho Mutagatifu azakumanukiraho, maze ububasha bwa Nyir'ijuru bukubundikire mu gicucu cye, ndetse ugiye kuvuka azaba intungane, kandi azitwa Umwana w'Imana.

36Dore Elizabeti mwene wanyu, na we yasamiye mu zabukuru; uku kwezi ni ukwa gatandatu, kandi ubundi yitwaga ingumba,

37koko nta kinanira Imana.»

38Mariya aravuga ati «Ndi umuja wa Nyagasani; byose bimbeho nk'uko ubivuze.» Nuko Malayika amusiga aho aragenda.

### Mariya ajya gusura Elizabeti

39Muri iyo minsi, Mariya yarahagurutse agenda yihuta, ajya mu misozi miremire, mu mugi wa Yuda ,

40agera kwa Zakariya, aramutsa Elizabeti.

41Nuko Elizabeti yumvise indamutso ya Mariya, umwana atwite yisimbiza mu nda, maze Elizabeti yuzura Roho Mutagatifu.

42Arangurura ijwi ati «Wahebuje abagore bose umugisha, n'Umwana utwite arasingizwa.

43Mbikesha iki kugira ngo nyina w'Umutegetsi wanjye angenderere?

44Dore mbaye ncyumva indamutso yawe, umwana yisimbagizanya ibyishimo mu nda yanjye.

45Urahirwa, wowe wemeye ko ibyo watumweho na Nyagasani bizaba.»

46Nuko Mariya na we aravuga ati

47«Umutima wanjye urasingiza Nyagasani, kandi uhimbajwe n'Imana Umukiza wanjye.

48Kuko yibutse umuja we utavugwaga; rwose, kuva ubu amasekuruza yose azanyita umuhire.

49Ushoborabyose yankoreye ibitangaza, Izina rye ni ritagatifu.

50Impuhwe ze zisesekarizwa abamutinya, bo mu bihe byose.

51Yagaragaje ububasha bw'amaboko ye, atatanya abantu birata;

52yahanantuye abakomeye abakura ku ntebe zabo, maze akuza ab'intamenyekana;

53abashonje yabagwirije ibintu, abakungu abasezerera amara masa;

54yagobotse Israheli umugaragu we, bityo yibuka impuhwe ze,

55nk'uko yari yarabibwiye abakurambere bacu, abigirira Abrahamu n'urubyaro rwe

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

iteka.»

56Mariya yamaranye na Elizabeti nk'amezi atatu, abona gutaha.

### Ivuka rya Yohani Batisita

57Nuko Elizabeti ageze igihe cyo kubyara, abyara umwana w'umuhungu.

58Abaturanyi na bene wabo, bumvise ko Nyagasani yamugiriye ubuntu, bafatanya na we kwishima.

59Ku munsi wa munani, baza kugenya umwana, bashaka kumwita Zakariya nka se.

60Ariko nyina aravuga ati «Oya, aritwa Yohani.»

61Baramubwira bati «Nta muntu wo mu muryango wanyu wigeze kwitwa iryo zina!»

62Nuko babaza se mu marenga uko yifuza kwita umwana.

63Zakariya yaka akabaho, maze yandikaho aya magambo: «Izina rye ni Yohani.» Bose baratangara.

64Ako kanya umunwa we urabumbuka, n'ururimi rwe ruragobodoka, maze atangira kuvuga, asingiza Imana.

65Nuko ubwoba butaha abaturanyi babo bose, n'abo mu misozi yo mu Yudeya, bakwiza hose ibyabaye.

66Ababyumvaga bose bakomezaga kubizirikana mu mitima, bibaza bati «Uyu mwana azamera ate, ko ububasha bwa Nyagasani buri kumwe na we?»

### Zakariya asingiza Nyagasani

67Nuko se Zakariya yuzura Roho Mutagatifu, ahanura avuga ati

68«Nihasingizwe Nyagasani, Imana ya Israheli, kuko yasuye umuryango we kandi akawukiza.

69Yatugoboreye ububasha budukiza mu nzu ya Dawudi umugaragu we,

70nk'uko abahanuzi be batagatifu bari barabitumenyesheje kuva kera

71ko azadukiza abanzi bacu, akatugobotora mu nzara z'abatwanga bose.

72Yagiriye impuhwe ababyeyi bacu, maze yibuka isezerano rye ritagatifu,

73ya ndahiro yarahiye Abrahamu umubyeyi wacu,

74avuga ko namara kutugobotora mu maboko y'abanzi bacu, azaduha kumukorera nta cyo twikanga,

75turangwa n'ubuyoboke hamwe n'ubutungane, iminsi yose y'ukubaho kwacu.

76Nawe rero wa kana we, uzitwa umuhanuzi w'Umusumbabyose, kuko uzabanziriza


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Nyagasani ngo umutegurire amayira,

77ukamenyesha umuryango we umukiro, bazakesha kubabarirwa ibyaha byabo.

78Koko Imana yacu igira impuhwe zihebuje, ari na zo zatumye Zuba-rirashe amanuka
mu ijuru aje kudusura,

79akabonekera abari batuye mu mwijima no mu gicucu cy'urupfu, kugira ngo
atuyobore mu nzira y'amahoro.»

80Umwana uko yakuraga, ni na ko yungukaga ubwenge. Nuko yibera ahantu
h'ubutayu kugeza igihe yigaragaje imbere ya Israheli.

## Luka 2

### Ivuka rya Yezu

1Muri iyo minsi, Kayizari Ogusito yaciye iteka ryo kubarura abantu bo mu bihugu
byose yategekaga.

2Iryo barura rya mbere ryabaye igihe Kwirini yari umutware wa Siriya.

3Bose bajyaga kwiyandikisha, buri muntu mu mugi we.

4Yozefu na we ava mu mugi wa Nazareti ho mu Galileya, ajya mu mugi wa Dawudi
witwaga Betelehemu yo mu Yudeya, kuko yari uwo mu muryango wa Dawudi,

5agira ngo abarwe, we n'umugore we Mariya wari utwite.

6Nuko bagezeyo, umunsi wo kubyara uragera.

7Abyara umuhungu we w'imfura, amworosa utwenda, amuryamisha mu kavure,
kuko nta wundi mwanya ukwiye bari babonye aho bacumbika.

8Muri ako karere hari abashumba barariraga amatungo yabo ku gasozi.

9Nuko Umumalayika wa Nyagasani abahagarara iruhande, ikuzo rya Nyagasani
ribasesekazaho urumuri, maze bashya ubwoba.

10Malayika arababwira ati «Mwigira ubwoba, kuko mbazaniye inkuru ikomeye
cyane, izashimisha umuryango wose.

11None, mu mugi wa Dawudi, mwavukishije Umukiza ari we Kristu Nyagasani.

12Dore ikimenyetso kimubabwira: murasanga uruhinja rworoshe utwenda,
ruryamye mu kavure.»

13Nuko ako kanya, inteko y'ingabo zo mu ijuru yifatanya na wa Mumalayika,
basingiza Imana bavuga bati

14«Imana nikuzwe mu bushorishori bw'ijuru, kandi mu nsi abo ikunda bahorane
amahoro.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Abamalayika babasiga aho, basubira mu ijuru. Nuko abashumba bajya inama bati
«Nimucyo tujye i Betelehemu, turebe ibyabaye Nyagasani atumenyesheje.»

16Nuko bagenda bihuta, basanga Mariya na Yozefu, n'uruhinja ruryamye mu kavure.

17Bamaze kureba bamenyesha hose ibyo bari babwiwe kuri uwo Mwana.

18Maze ababumvaga bose, batangazwa n'ibyo abashumba bavugaga.

19Mariya we yashyinguraga mu mutima we ibyabaye byose, akabizirikana.

20Nuko abashumba bataha bakuza Imana kandi bayisingiza, babitewe n'ibyo bari
babonye kandi bumvise bihuje n'uko bari babibwiwe.

### Yezu aturwa Imana mu Ngoro

21Hashize iminsi munani, igihe cyo kugenya Umwana kiragera; bamwita izina rya
Yezu, Malayika yari yamwise atarasamwa.

22Umunsi w'isukurwa ryabo wategetswe na Musa uragera, bamujyana i Yeruzalemu
kumutura Nyagasani,

23nk'uko byanditse mu itegeko rya Nyagasani, ngo *«Umuhungu wese w'imfura azaba
intore y'umwihariko wa Nyagasani.»*

24Bari bajyanywe kandi no gutura igitambo cy'intungura ebyiri cyangwa inuma
ebyiri bakurikije itegeko rya Nyagasani.

25Icyo gihe, i Yeruzalemu hari umuntu witwaga Simewoni ; yari intungane kandi
yubaha Imana. Yari ategereje ihumure rya Israheli, kandi Roho Mutagatifu yari
amurimo.

26Byongeye Roho Mutagatifu yari yaramuhishuriye ko atazapfa atabonye Kristu wa
Nyagasani.

27Nuko Simewoni aza mu Ngoro y'Imana abibwirijwe na Roho Mutagatifu. Igihe
Ababyeyi b'Umwana Yezu bamuzanye ngo bamurangirizeho ibyategetswe,

28na we amwakira mu biganza bye, ashimira Imana avuga ati

29«Nyagasani, noneho sezerera umugaragu wawe mu mahoro nk'uko wabivuze;

30kuko amaso yanjye yabonye agakiza kawe,

31wageneye imiryango yose.

32Ni we rumuri rubonesherereza amahanga, akaba n'ikuzo ry'umuryango wawe
Israheli !»

33Se na nyina batangazwaga n'ibyo bamuvugagaho.

34Nuko Simewoni arabashima, maze abwira Mariya, nyina wa Yezu, ati «Dore uyu


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nguyu yashyiriweho kubera benshi muri Israheli impamvu yo korama cyangwa gukira, azaba n'ikimenyetso bazagiriraho impaka.

35Nawe kandi inkota izakwahuranya umutima. Bityo ibitekerezo biri mu mitima ya benshi bigaragare.»

36Hakaba n'umuhanuzikazi Ana, umukobwa wa Fanuweli wo mu muryango wa Azeri; yari ageze mu zabukuru. Nyuma y'ubusugi bwe, yamaranye n'umugabo we imyaka irindwi,

37hanyuma aba umupfakazi kugeza mu kigero cy'imyaka mirongo inani n'ine. Ntiyavaga mu Ngoro, agakorera Imana umunsi n'ijoro, asiba kurya kandi asenga.

38Nuko uwo mwanya na we arahagoboka, atangira gusingiza Imana, no gutekerereza iby'uwo mwana abari bategereje ugukira kwa Yeruzalemu.

39Bamaze gutunganya ibyategetswe na Nyagasani, basubira mu Galileya mu mugi wabo wa Nazareti.

40Nuko umwana arakura, arakomera, abyirukana ubwenge, yuzuye ubwitonzi, afite n'ubutoni ku Mana.

### Yezu mu Ngoro y'Imana, hagati y'Abigisha

41Uko umwaka utashye ababyeyi be bajyaga i Yeruzalemu guhimbaza umunsi mukuru wa Pasika.

42Nuko umwana amaze imyaka cumi n'ibiri, bajyanayo uko babimenyereye ku munsi mukuru.

43Iminsi mikuru irangiye barataha, umwana Yezu asigara i Yeruzalemu ababyeyi be batabizi.

44Bagenda urugendo rw'umunsi wose, bakeka ko ari mu bo bagendanaga. Hanyuma bamushakira muri bene wabo no mu bamenyi.

45Bamubuze, basubira i Yeruzalemu bamushaka.

46Hashize iminsi itatu bamusanga mu Ngoro y'Imana, yicaye hagati y'abigisha, abateze amatwi kandi abasiganuza.

47Abamwumvaga bose batangaririaga ubwenge bwe n'amagambo yabasubizaga.

48Ababyeyi be bamubonye barumirwa, maze nyina aramubwira ati «Mwana wanjye, watugenje ute? Jye na so twagushakanye umutima uhagaze.»

49Arabasubiza ati «Mwanshakiraga iki? Muyobewe ko ngomba kuba mu Nzu ya Data?»

50Bo ariko ntibasobanukirwa n'ibyo ababwiye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

51Nuko ajyana na bo i Nazareti, agahora abumvira. Nyina abika ibyo byose mu mutima we.

52Uko Yezu yakuraga, ni ko yungukaga ubwenge n'igihagararo, anyuze Imana n'abantu.

## Luka 3

### Yohani Batisita yigisha

(Mt 3,1–12 ; Mk 1,1–8)

1Nuko mu mwaka wa cumi n'itanu w'ingoma ya Tiberi Kayizari, igihe Ponsiyo Pilato yatwaraga Yudeya, Herodi na we atwara Galileya, murumuna we Filipo atwara igihugu cya Itureya n'icya Tirakoniti, na Lizaniya atwara Abileni,

2Ana na Kayifa ari abaherezabitambo bakuru, ijambo ry'Imana ribwirwa Yohani mwene Zakariya ari mu butayu.

3Aherako agenda akarere kose ka Yorudani, yigisha ko abantu bagomba kwisubiraho bakabatizwa kugira ngo bagirirwe imbabazi z'ibyaha byabo,

4nk'uko byanditswe mu gitabo cy'ibyavuzwe na Izayi umuhanuzi ngo «Ni ijwi ry'uvugira mu butayu aranguruye ati*'Nimutegure inzira ya Nyagasani, muringanize aho azanyura!*

5*Imanga yose yuzuzwe, umusozi wose n'akanunga bisizwe, ahantu hagoramye hagororwe, n'inzira z'urubuye zitungane.*

6*Maze umuntu wese azabone umukiro uturutse ku Mana.'*»

7Yohani yabwiraga abantu bamusangaga bagira ngo ababatize, ati «Mwa nyoko z'impiri mwe, ni nde wababwirije guhunga uburakari bwegereje?

8Noneho nimugaragaze imigenzereze ikwiranye n'ukwisubiraho nyako! Kandi ntimwitwaze ngo 'Abrahamu ni we mubyeyi wacu!' Ndetse mbiberurire, aya mabuye muruzi, Imana ishobora kuyabyutsamo abana ba Abrahamu!

9Dore intorezo irambitse ku mizi y'ibiti; noneho igiti cyose kitera imbuto nziza kigiye gutemwa maze gicanwe.»

10Inteko y'abantu ikabaza Yohani iti «Tubigenze dute?»

11Na we akabasubiza ati «Ufite amakanzu abiri agabane n'utayafite, n'ufite icyo kurya, na we agenze atyo.»

12Abasoresha na bo bazaga kwibatirisha bakamubaza bati «Mwigisha, dukore iki?»

13Arabasubiza ati «Ntimugasoreshe ibirenze ibyategetswe.»

14Abasirikare na bo baramubaza bati «Twebwe se, dukore iki?» Arabasubiza ati «Ntimukagire uwo murenganya n'uwo mubeshyera, kandi munyurwe n'igihembo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

cyanyu.»

15Kuko rubanda rwari rutegereje, kandi bose bibaza mu mutima wabo niba Yohani
atari we Kristu,

16Yohani ni ko guterura abwira bose ati «Jyewe mbabatirisha amazi, ariko haje undi
undusha ububasha, sinkwiriye ndetse no gupfundura udushumi tw'inkweto ze; we
azababatiriza muri Roho Mutagatifu n'umuriro.

17Afite urutaro mu ntoki, kandi agiye gukubura imbuga ye: hanyuma azahunika
ingano mu kigega cye, naho imishishi ayitwikishe umuriro utazima.»

18Nguko uko Yohani yahuguraga rubanda mu nyigisho nyinshi, abagezaho Inkuru
Nziza.

### Yohani Batisita afungwa

(Mt 14,3–4 ; Mk 6,17–18)

19Icyo gihe kandi Yohani yacyashye umutware Herodi kubera Herodiya, umugore wa
murumuna we yari yaracyuye, no kubera ibindi bibi yakoraga.

20Nyamara Herodi we arushaho kugira nabi, afungisha Yohani.

### Yezu abatizwa

(Mt 3,13–17 ; Mk 1,9–11)

21Nuko rubanda rwose rumaze kubatizwa, mu gihe Yezu na we amaze kubatizwa
asenga, ijuru rirakinguka,

22maze Roho Mutagatifu amumanukiraho bamubona ameze nk'inuma. Nuko ijwi
rituruka mu ijuru riti *«Uri Umwana wanjye, nakwibyariye none.»*

### Amasekuruza ya Yezu

(Mt 1,1–16)

23Igihe Yezu atangiye kwigisha, yari afite nk'imyaka mirongo itatu, kandi uko abantu
bibwiraga, yari mwene Yozefu wa Heli,

24wa Matati, wa Levi, wa Meliki, wa Yanayi, wa Yozefu,

25wa Matatiyasi, wa Amosi, wa Nawumu, wa Esili, wa Nagayi,

26wa Mahati, wa Matatiyasi, wa Semeyini, wa Yozefu, wa Yoda,

27wa Yohanani, wa Resa, wa Zorobabeli, wa Salatiyeli, wa Neri,

28wa Meliki, wa Adi, wa Kozamu, wa Elimadamu, wa Eri,

29wa Yezu, wa Eliyezeri, wa Yorimi, wa Matati, wa Levi,

30wa Simewoni, wa Yuda, wa Yozefu, wa Yonamu, wa Eliyakimi,

31wa Meleya, wa Mena, wa Matata, wa Natami, wa Dawudi,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

32wa Yese, wa Yobedi, wa Bowozi, wa Sala, wa Nasoni,

33wa Aminadabu, wa Adimini, wa Arini, wa Esiromi, wa Faresi, wa Yuda,

34wa Yakobo, wa Izaki, wa Abrahamu, wa Tara, wa Nakori,

35wa Serugi, wa Ragawu, wa Faleki, wa Heberi, wa Sala,

36wa Kayinamu, wa Arufagasadi, wa Semu, wa Nowa, wa Lameki,

37wa Matusala, wa Henoki, wa Yareti, wa Maleleyeli, wa Kayinamu,

38wa Enoshi, wa Seti, wa Adamu, w'Imana.

## Luka 4

### Yezu ashukwa na Sekibi

(Mt 4,1–11 ; Mk 1,12–13)

1Yezu ava ku nkombe ya Yorudani yuzuye Roho Mutagatifu,maze ajyanwa na Roho Mutagatifu mu butayu.

2Ahamara iminsi mirongo ine ashukwa na Sekibi;ntiyagira icyo arya muri iyo minsi,maze ishize arasonza.

3Nuko Sekibi aramubwira ati «Niba uri Umwana w'Imana,tegeka iri buye rihinduke umugati.»

4Yezu aramusubiza ati «Haranditswe ngo *'Umuntu ntatungwa n'umugati gusa.'*»

5Sekibi amujyana ahantu hirengeye, mu kanya gato amwereka ibihugu byose byo ku isi,

6aramubwira ati «Nzaguha gutegeka biriya bihugu byose, nguhe n'ubukire bwabyo, kuko nabihawe kandi nkabigabira uwo nshatse.

7Wowe rero nundamya, biriya byose biraba ibyawe.»

8Yezu aramusubiza ati «Haranditswe ngo *'Uzaramya Nyagasani Imana yawe, abe ari we uzasenga wenyine.'*»

9Noneho amujyana i Yeruzalemu, amuhagarika ku gasongero k'Ingoro, maze aramubwira ati «Niba uri Umwana w'Imana, ngaho simbuka!

10Kuko handitswe ngo *'Izategeka abamalayika bayo bakurinde.'*

11Kandi ngo *'Bazagusama kugira ngo udatsitara ku ibuye.'*»

12Yezu aramusubiza ati «Byaravuzwe ngo *'Ntuzagerageze Nyagasani Imana yawe.'*»

13Sekibi amaze kumushuka ku buryo bwose, amusiga aho, ariko amuteze ikindi gihe.

### Yezu atangira kwigisha mu Galileya

(Mt 4,12–17 ; Mk 1,14–15)


© 2012, Bible Society of Rwanda.

14Nuko Yezu asubira mu Galileya yuzuye ububasha bwa Roho Mutagatifu, aba ikirangirire mu gihugu cyose.

15Yigishirizaga mu masengero yabo, maze bose bakamushima.

### Yezu n'ab'i Nazareti

(Mt 13,54–58 ; Mk 6,1–6)

16Nuko Yezu ajya i Nazareti, aho yari yararerewe, maze nk'uko yabimenyereye, yinjira mu isengero ku munsi w'isabato; nuko arahaguruka ngo asome Ibyanditswe bitagatifu.

17Bamuhereza igitabo cy'umuhanuzi Izayi, arakibumbura, abona ahanditse ngo

18*«Roho wa Nyagasani arantwikiriye, kuko yantoye akansiga amavuta, agira ngo ngeze Inkuru Nziza ku bakene, ntangarize imbohe ko zibohowe, n'impumyi ko zihumutse, n'abapfukiranwaga ko babohowe,*

19*kandi namamaze umwaka w'impuhwe za Nyagasani.»*

20Yezu abumba igitabo, agisubiza umuhereza, maze aricara; mu isengero bose bari bamuhanze amaso.

21Nuko atangira kubabwira ati «Ibiri mu isomo mumaze kumva, mumenye ko byujujwe uyu munsi.»

22Bose baramushima, kandi batangazwa n'amagambo y'ineza yababwiraga. Ni ko kuvuga bati «Uyu si mwene Yozefu?»

23Yezu arababwira ati «Nta gushidikanya mugiye kuncira wa mugani ngo 'Muganga, banza wivure ubwawe!' Twumvise ibyo wakoreye i Kafarinawumu byose, ngaho bikorere na hano iwanyu.»

24Yungamo ati «Ndababwira ukuri: nta muhanuzi ushimwa iwabo.

25Ndababwiza ukuri rwose: hariho abapfakazi benshi muri Israheli mu gihe cya Eliya, ubwo imvura yamaraga imyaka itatu n'amezi atandatu itagwa, inzara ikoreka igihugu cyose;

26nyamara muri bo nta n'umwe Eliya yoherejweho, uretse umupfakazi w'i Sareputa ho mu gihugu cya Sidoni.

27Hari kandi n'ababembe benshi muri Israheli mu gihe cy'umuhanuzi Elisha; nyamara muri bo nta n'umwe wakijijwe, uretse Nahamaniw'Umusiriya.»

28Abari mu isengero bumvise ayo magambo, bose barabisha,

29nuko bahagurukira icyarimwe, bamusohora mu mugi wabo, bamujyana hejuru y'imanga y'umusozi umugi wabo wari wubatseho, bagira ngo bahamurohe.

30Nyamara we abanyura hagati arigendera.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Yezu yigishiriza i Kafarinawumu
(Mt 7,28–29 ; Mk 1,21–28)

31Nuko amanukira i Kafarinawumu umugi wo muri Galileya, ahigishiriza ku munsi w'isabato.

32Batangariraga inyigisho ze, kuko yavugaga nk'umuntu ufite ububasha.

33Ubwo nyine, mu isengero ryabo hakaba umuntu wahanzweho na roho mbi, nuko itera hejuru cyane iti

34«Ayi we! Uradushakaho iki, Yezu w'i Nazareti? Waje kuturimbura! Nzi uwo uri we: uri Intungane y'Imana.»

35Yezu ayibwira ayikangara, ati «Ceceka, kandi uve muri uwo muntu!» Nuko roho mbi imutura hasi imbere ya bose, imuvamo nta cyo imutwaye.

36Bose ubwoba burabataha, baravugana bati «Mbega ijambo rikomeye! Dore arategekesha roho mbi ubushobozi n'ububasha zikamenengana!»

37Nuko Yezu aba ikirangirire muri ako karere kose.

### Yezu akiza nyirabukwe wa Simoni n'abandi barwayi
(Mt 8,14–17 ; Mk 1,29–34)

38Yezu ava mu isengero, ajya mu rugo rwa Simoni. Ubwo rero nyirabukwe wa Simoni yari yahinduwe ahinda umuriro mwinshi, baramumwingingira ngo arebe uko amugira.

39Amwunama hejuru, ategeka umuriro kumuvamo, maze koko urazima. Ako kanya arabyuka, arabazimanira.

40Izuba rimaze kurenga, abari bafite abarwayi bafashwe n'indwara z'amoko yose, barabamuzanira; we abaramburiraho ibiganza, arabakiza.

41Roho mbi na zo zavaga mu bantu benshi zisakabaka ziti «Uri Umwana w'Imana!» Nyamara akazicyaha, azibuza kuvuga, kuko zari zizi ko ari we Kristu.

### Yezu ava i Kafarinawumu
(Mk 1,35–39 ; Mt 4,23)

42Ngo bucye, arasohoka ajya ahantu hiherereye. Abantu baramushaka, baramwinginga ngo yoye kubasiga.

43Ariko arababwira ati «No mu yindi migi ngomba kuhamamaza Inkuru Nziza y'Ingoma y'Imana, kuko ari cyo natumwe.»

44Nuko ajya kwigisha mu masengero yo muri Yudeya.

## Luka 5

### Yezu atora abigishwa be ba mbere
(Mt 4,18–22 ; Mk 1,16–20 ; Jh 21,1–11)

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1Umunsi umwe, abantu benshi bamuniganagaho bashaka kumva ijambo ry'Imana; naho we akaba ahagaze ku nkombe y'ikiyaga cya Genezareti.

2Nuko abona amato abiri ku nkombe y'ikiyaga; abarobyi bari bayavuyemo boza inshundura zabo.

3Ajya mu bwato bumwe bwari ubwa Simoni, amusaba kubutsura gato. Nuko aricara, maze yigisha abantu ari mu bwato.

4Amaze kwigisha, abwira Simoni ati «Erekeza ubwato mu mazi magari, murohe inshundura zanyu, murobe.»

5Simoni aramusubiza ati «Mwigisha, twagotse ijoro ryose, ntitwagira icyo dufata, ariko ubwo ubivuze, ngiye kuroha inshundura.»

6Baraziroha, maze bafata amafi menshi cyane, inshundura zabo zenda gucika.

7Barembuza bagenzi babo bari mu bundi bwato ngo bababafashe. Baraza, buzuza amato yombi, bigeza aho yenda kurohama.

8Simoni Petero abibonye, apfukama imbere ya Yezu, avuga ati «Igirayo, Nyagasani, kuko ndi umunyabyaha!»

9Koko, ubwoba bwari bwamutashye, we na bagenzi be, babonye ayo mafi yose bari bamaze kuroba.

10Barimo Yakobo na Yohani bene Zebedeyi bagenzi ba Simoni. Nuko Yezu abwira Simoni ati «Witinya, kuva ubu uzajya uroba abantu.»

11Nuko bagarura amato yabo ku nkombe, basiga aho byose, baramukurikira.

### Yezu akiza umubembe

(Mt 8,1–4 ; Mk 1,40–45)

12Igihe Yezu yari muri umwe muri iyo migi, hatunguka umuntu wamazwe n'ibibembe. Abonye Yezu, yikubita imbere ye, amwinginga agira ati «Nyagasani, ubishatse wankiza.»

13Yezu arambura ikiganza, amukoraho, avuga ati «Ndabishatse, kira.» Ako kanya ibibembe bye birakira.

14Nuko amubuza kugira uwo abibwira, agira ati «Ahubwo genda, wiyereke umuherezabitambo, kandi uture ibyo Musa yategetse abahumanuwe, maze bibabere icyemezo cy'uko wakize.»

15Barushaho kumuvuga cyane, bituma abantu benshi bashikira kumwumva no gukizwa indwara zabo.

16We ariko akanyuzamo akajya ahiherereye, agasenga.

### Yezu akiza ikirema

(Mt 9,1–8 ; Mk 2,1–12)

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17Umunsi umwe, Yezu yariho yigisha, imbere ye hicaye Abafarizayi n'abigishamategeko baturutse mu nsisiro zose za Galileya n'iza Yudeya, n'abavuye i Yeruzalemu. Ububasha bwa Nyagasani bwari bumurimo, bugatuma akiza indwara.

18Nuko haza abantu bari bahetse ikirema, bashaka kucyinjiza ngo bagishyire imbere ye.

19Babura aho bakinyuza, kubera ubwinshi bw'abantu bari aho. Nuko burira inzu, bayikuraho amategura, bururukiriza ingobyi cyarimo imbere ya Yezu, hagati y'abari aho.

20Abonye ukwemera kwabo, Yezu aravuga ati «Wa muntu we, ibyaha byawe urabikijijwe.»

21Abigishamategeko n'Abafarizayi batangira kwibaza bati «Uyu utuka Imana ni muntu ki? Ni nde ushobora gukiza ibyaha atari Imana yonyine?»

22Yezu amenye ibitekerezo byabo, arababwira ati «Ni iki gituma mutekereza mutyo mu mitima yanyu?

23Icyoroshye ni ikihe: ari ukuvuga ngo 'Ibyaha byawe urabikijijwe', cyangwa kuvuga ngo 'Haguruka ugende'?

24Nyamara kugira ngo mumenye ko Umwana w'umuntu afite ububasha bwo gukiza ibyaha mu nsi... », abwira ikirema ati «Ndabikubwiye: haguruka, ufate ingobyi yawe witahire!»

25Ako kanya, ahaguruka bamureba, ajyana ingobyi yari aryamyemo, ataha asingiza Imana.

26Nuko bose barumirwa, basingiza Imana, kandi barakangarana, bakavuga bati «Uyu munsi twabonye ibintu bitangaje!»

### Yezu atora Levi, akanasangira n'abanyabyaha
(Mt 9,9–13 ; Mk 2,13–17)

27Ibyo birangiye, Yezu arasohoka, yitegereza umusoresha witwa Levi wari wicaye mu biro bya gasutamo. Nuko aramubwira ati «Nkurikira.»

28Undi aherako ahaguruka, asiga byose, aramukurikira.

29Nuko Levi amujyana iwe, amukorera umunsi mukuru wo kumuzimanira. Kandi ku meza hamwe na bo, hari abasoresha n'abandi benshi basangiraga.

30Abafarizayi n'abigishamategeko babo bijujutira abigishwa be bababwira bati «Kuki murya kandi mukanywera hamwe n'abasoresha n'abanyabyaha?»

31Yezu aba ari we ubasubiza ati «Abazima si bo bakeneye umuvuzi, ahubwo ni abarwayi.

32Erega sinazanywe no guhamagara intungane, ahubwo nazanywe n'abanyabyaha,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kugira ngo bisubireho.»

### Yezu akiranura impaka zerekeye gusiba kurya
(Mt 9,14–15 ; Mk 2,18–20)

33Bo baramubwira bati «Abigishwa ba Yohani basiba kurya kenshi kandi bagasenga, n'ab'Abafarizayi na bo ni uko, naho abawe baririra bakinywera!»

34Ariko Yezu arabasubiza ati «Mushobora mute kwiriza ubusa abakwe, kandi umukwe akiri kumwe na bo?

35Ariko hari igihe umukwe azabavanwamo, ubwo rero muri iyo minsi, bazasiba kurya.»

36Yungamo abacira uyu mugani ati «Nta we utabura ikiremo ku gishura gishya ngo agitere ku gishura gishaje. Agenje atyo, yaba yangije igishura gishya, kandi icyo kiremo kivuyeho, nticyaba gikwiranye n'icyo gishura gishaje !

37Nta n'ushyira divayi nshya mu masaho ashaje, kuko divayi nshya yasandaza amasaho, divayi ikameneka, kandi amasaho akaba apfuye ubusa.

38Ahubwo igikwiye ni ugushyira divayi nshya mu masaho mashya.

39Kandi nta wanyoye divayi ikuze wifuza kunywa ikiri nshya, kuko aba avuga ati 'Divayi imaze iminsi ni yo nziza.'»

## Luka 6

### Abigishwa ba Yezu bamamfuza ingano
(Mt 12,1–8 ; Mk 2,23–28)

1Nuko ku munsi umwe w'isabato, Yezu anyura mu mirima yeze, abigishwa be bamamfuza amahundo y'ingano, bayavungira mu ntoki, barazirya.

2Abafarizayi bamwe baravuga bati «Ni iki gituma mukora ibibujijwe ku isabato?»

3Yezu arabasubiza ati «Ntimwasomye uko Dawudi yabigenjeje igihe yari ashonje, we n'abo bari kumwe?

4Uko yinjiye mu Ngoro y'Imana, agafata imigati y'umumuriko, akayiryaho, akayihaho n'abo bari kumwe, kandi yari igenewe abaherezabitambo bonyine?»

5Nuko yungamo ati «Umwana w'umuntu ni we mugenga w'isabato.»

### Yezu akiza umuntu waremaye ikiganza
(Mt 12,9–14 ; Mk 3,1–6)

6Ku wundi munsi w'isabato, Yezu yinjira mu isengero, arigisha. Ubwo hakaba umuntu ufite ikiganza cy'iburyo cyumiranye.

7Abigishamategeko n'Abafarizayi baramugenzura ngo barebe ko amukiza ku munsi w'isabato, maze babone icyo bamurega.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8We rero amenya ibitekerezo byabo, abwira uwo muntu wari ufite ikiganza cyumiranye, ati «Haguruka, uhagarare hano hagati!» Arahaguruka, arahagarara.

9Nuko Yezu arababwira ati «Reka mbabaze: icyemewe ku munsi w'isabato ni ikihe? Ari ukugira neza, cyangwa ari ukugira nabi? Ari ugukiza umuntu, cyangwa se kumwica?»

10Nuko abararanganyamo amaso, maze abwira wa muntu ati «Rambura ikiganza cyawe.» Abigenza atyo, ikiganza cye giherako kirakira.

11Ariko bo barabisha, basigara bashaka uko bagenza Yezu.

### Yezu atora intumwa cumi n'ebyiri

(Mt 10,1–4 ; Mk 3,13–19)

12Muri iyo minsi, Yezu ajya ku musozi gusenga, ijoro arikesha asenga Imana.

13Bukeye, ahamagara abigishwa be, abatoramo cumi na babiri, abita intumwa.

14Ni bo b'aba: Simoni yise Petero, na Andereya murumuna we, na Yakobo, na Yohani, na Filipo, na Baritolomayo,

15na Matayo, na Tomasi, na Yakobo mwene Alufeyi, na Simoni bitaga Murwanashyaka,

16na Yuda mwene Yakobo, na Yuda Isikariyoti, wa wundi wabaye umugambanyi.

### Yezu yigisha rubanda agakiza n'abarwayi

(Mt 4,24–25 ; Mk 3,7–11)

17Nuko Yezu amanukana na bo, ahagarara ahantu h'igisiza, ari kumwe n'abantu benshi bo mu bigishwa be, n'abandi benshi bari baturutse muri Yudeya yose, n'i Yeruzalemu, no muri Tiri na Sidoni, imigi yo ku nkombe y'inyanja.

18Bari baje kumwumva no gukizwa indwara bari barwaye. N'abababazwaga na roho mbi, bagakira.

19Kandi rubanda rwose rwaharaniraga kumukoraho, kuko ububasha bwamuvagamo bwabakizaga bose.

### Abahire n'abagowe

(Mt 5,1–12)

20Nuko Yezu yerekeza amaso ku bigishwa be, maze aravuga ati «Murahirwa mwe abakene, kuko Ingoma y'Imana ari iyanyu.

21Murahirwa mwe mushonje ubu, kuko muzahazwa. Murahirwa mwe murira ubu, kuko muzaseka.

22Murahirwa igihe cyose abantu babanga, bakabaca, bakabatuka, bakabahindura ruvumwa, babaziza Umwana w'umuntu.

23Icyo gihe muzishime kandi munezerwe, kuko ingororano yanyu ari nyinshi mu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ijuru. Nguko uko ababyeyi babo bagenzerezaga abahanuzi.

24Ariko muragowe mwe bakungu, kuko mwashyikiriye imaragahinda yanyu.

25Muragowe mwe mwijuse ubu, kuko muzasonza. Muragowe mwe museka ubu, kuko muzarira, mukaganya.

26Muragowe igihe cyose abantu babavuga neza, kuko ari uko ababyeyi babo bagenzerezaga abahanuzi b'ibinyoma.

### Gukunda abanzi
(Mt 5,39–47)

27Ahubwo, mwe munyumva, reka mbabwire: nimujye mukunda abanzi banyu, mugirire neza ababanga;

28mwifurize ineza ababavuma, musabire ababunion abababeshyera.

29Nihagira ugukubita ku itama, umutege n'irindi. Nihagira ukwambura igishura cyawe, ntumwime n'ikanzu yawe.

30Ugusabye wese, ujye umuha, n'ukwambuye icyawe ntukakimwake.

31Kandi uko mushaka ko abandi babagirira, abe ari ko namwe mubagirira.

32Niba mwikundiye ababakunda gusa, mwabishimirwa mute, ko n'abanyabyaha bakunda ababakunda?

33Bisubiye kandi, niba mugirira neza ababagirira neza namwe, mwabishimirwa mute, ko n'abanyabyaha babigenza batyo?

34Kandi nimuguriza gusa abo mwizeye ko bazabishyura, mwabishimirwa mute? Abanyabyaha bo ntibaguriza abandi banyabyaha, bizeye ko na bo bazabagenzereza batyo!

35Ahubwo nimujye mukunda abanzi banyu, mugire neza, kandi mutange inguzanyo mutizeye inyiturano. Ubwo rero ingororano yanyu izaba nyinshi, kandi muzaba mubaye abana ba Nyir'ijuru, kuko agirira neza indashima n'abagiranabi.

### Impuhwe n'ubugiraneza
(Mt 5,48 ; 7,1–12 ; 15,14 ; 10,24–25 ; 7,3–5)

36Nimube abanyampuhwe, nk'uko So ari Umunyampuhwe.

37Ntimugashinje abandi, namwe mutazashinjwa; ntimugacire abandi urubanza, namwe mutazarucirwa; nimubabarire abandi, namwe muzababarirwe.

38Mujye mutanga, namwe muzahabwa: icyibo gishimishije, gitsindagiye, gicugushije, gisheshekaje, ni cyo bazabuzuriza, kuko igipimisho mugeresha, ari cyo muzasubirizwamo.»

39Abacira n'umugani, ati «Harya impumyi ishobora ite kurandata indi mpumyi? Aho

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

zombi ntizagwa mu mwobo?

40Nta mwigishwa usumba umwigisha we; ahubwo umwigishwa wese ushyitse azamera nk'umwigisha we.

41Witegerereza iki akatsi kari mu jisho ry'uwo muva inda imwe, kandi umugogo uri mu jisho ryawe ukawirengagiza?

42Washobora ute kubwira uwo muva inda imwe uti 'Muvandimwe, reka ngutokore akatsi kakuri mu jisho', kandi ubwawe utareba umugogo uri mu jisho ryawe? Wa ndyarya we, banza ukure umugogo mu jisho ryawe, hanyuma uzabona neza, ushobore gutokora akatsi kari mu jisho ry'uwo muva inda imwe.

### Umwigishwa w'ukuri

(Mt 12,33–37 ; 7,16–21 ; 7,24–27)

43Nta giti cyiza cyera imbuto mbi, nta n'igiti kibi cyera imbuto nziza.

44Igiti cyose kirangwa n'imbuto zacyo. Koko nta we usoroma imitini ku mahwa, nta n'usarura imizabibu ku bitovu.

45Umunyamico myiza avana mu mutima we ibyiza bibitsemo, n'umunyamico mibi avana mu mutima we ibibi byawusabitse; kuko akuzuye umutima gasesekara ku munwa.

46Ni iki gituma mumpamagara ngo 'Mwigisha! Mwigisha!' kandi mudakora ibyo mbabwira?

47Umuntu wese ungana, akumva amagambo yanjye, kandi akayakurikiza, reka mbereke uwo namugereranya.

48Ameze nk'umuntu wubatse inzu, agacukura akageza ku rutare, akarugerekaho amabuye y'ishingiro. Umwuzure uteye, umuvu wiroha kuri iyo nzu, ariko ntiyanyeganyega, kuko yari yubatse neza.

49Naho rero uwumva amagambo yanjye ntayakurikize, ameze nk'umuntu wubatse inzu ku butaka, ashinga imiganda yayo ahadakomeye. Umuvu uyiroshyeho, iherako itemba, maze aho yari iri hahinduka itongo.»

## Luka 7

### Yezu akiza umugaragu w'umutegeka w'abasirikare

(Mt 8,5–13 ; Yh 4,46–54)

1Yezu amaze kubwira rubanda ayo magambo yose, arahaguruka, ajya i Kafarinawumu.

2Hakaba umutware w'abasirikare wari urwaje umugaragu yakundaga, yenda gupfa.

3Yumvise bavuga Yezu, amutumaho bamwe mu bakuru b'Abayahudi, ngo bamumwingingire aze gukiza umugaragu we.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Bageze iruhande rwa Yezu bamwinginga bakomeje, baramubwira bati «Uwo muntu akwiye ko wamutabara,

5kuko akunda umuryango wacu, kandi ni we watwubakiye isengero.»

6Nuko Yezu ajyana na bo. Agiye kugera hafi y'urugo, umutware w'abasirikare amutumaho incuti ze ngo zimubwire ziti «Nyagasani, wikwirushya, kuko ndakwiye ko wakwinjira mu nzu yanjye.

7Ni na cyo cyatumye ndatinyuka kugusanga; ahubwo vuga ijambo rimwe gusa, umugaragu wanjye arakira.

8Erega, n'ubwo ndi umuntu utegekwa, nanjye mfite abasirikare ntegeka. Iyo mbwiye umwe nti 'Genda' aragenda; nabwira undi nti 'Ngwino' akaza; nabwira n'umugaragu wanjye nti 'Kora iki' akagikora.»

9Yezu yumvise ayo magambo, aramutangarira cyane; ahindukirira abantu bari bamukurikiye, arababwira ati «Ndababwira ukuri: no muri Israheli nta kwemera gukomeye nk'uku nigeze mpabona.»

10Nuko abari batumwe bahindukiye, basanga umugaragu yakize rwose.

### Yezu azura umwana w'umupfakazi w'i Nayini

11Yezu arakomeza ajya mu mugi witwa Nayini. Abigishwa be n'abandi benshi baramukurikira.

12Ngo agere hafi y'irembo ry'umugi, ahura n'abahetse umurambo bajya guhamba umuhungu w'ikinege, nyina akaba yari umupfakazi; kandi abantu benshi bo muri uwo mugi bari bamuherekeje.

13Nyagasani amubonye, amugirira impuhwe; aramubwira ati «Wirira.»

14Nuko yegera ikiriba, agikoraho, abari bagihetse barahagarara. Aravuga ati «Wa musore we, ndabigutegetse, haguruka!»

15Nuko uwari wapfuye areguka, aricara, atangira kuvuga. Yezu amusubiza nyina.

16Bose ubwoba burabataha, basingiza Imana bavuga bati «Umuhanuzi ukomeye yaduturutsemo, kandi Imana yasuye umuryango wayo.»

17Iyo nkuru isakara muri Yudeya yose, no mu gihugu cyose kiyikikije.

### Yohani Batisita yibaza Yezu uwo ari we

(Mt 11,2–6)

18Abigishwa ba Yohani baza kumumenyesha ibyabaye byose; nuko ahamagara babiri muri bo,

19abatuma kuri Nyagasani kumubaza bati «Mbese uri Wawundi ugomba kuza, cyangwa se dutegereze undi?»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

20Abo bantu basanga Yezu, baramubwira bati «Yohani Batisita yakudutumyeho ngo:
Mbese ni wowe Wawundi ugomba kuza, cyangwa se dutegereze undi?»

21Ubwo Yezu akaba arakiza abarwayi benshi, n'abamugaye, n'abahanzweho na roho
mbi, agahumura n'impumyi nyinshi.

22Nuko arabasubiza ati «Nimugende mubwire Yohani ibyo mwabonye n'ibyo
mwumvise: dore impumyi zirahumuka, abacumbagira baragenda, ababembe
barahumanurwa, ibipfamatwi birumva, abapfuye barazuka, n'abakene barabwirwa
Inkuru Nziza.

23Kandi hahirwa utazatsitara ku mpamvu yanjye.»

### Yezu arata Yohani Batisita

(Mt 11,7–11)

24Intumwa za Yohani zimaze kugenda, Yezu atangira kubaza rubanda ibyerekeye
Yohani, ati «Mwagiye kureba iki mu butayu? Urubingo ruhungabanywa n'umuyaga?

25Ariko se mwagiye kureba iki? Umuntu wambaye imyenda y'agatangaza? Dore,
abambaye ibishashagira bakiberaho mu mudamararo, batuye mu ngoro z'abami.

26Nk'ubwo se, mwagiye kureba iki? Umuhanuzi se? Koko rero ndabibabwiye, ndetse
atambutse umuhanuzi.

27Ni we banditseho ngo*'Dore nohereje intumwa yanjye imbere yawe, kugira ngo
izaguteguririre inzira.'*

28Mbabwiye kandi ko mu babyawe n'umugore, nta we uruta Yohani; nyamara umuto
mu Ngoma y'Imana aramuruta.

29Nuko rubanda rwose rwamwumvaga, ndetse n'abasoresha, bakuza Imana
bayigarukira, banahabwa batisimu ya Yohani;

30Abafarizayi n'abigishamategeko, bo bahinyura icyo Imana yabashakagaho, banga
kubatizwa na we.»

### Uko abantu bakiriye Yohani Batisita na Yezu

(Mt 11,16–19)

31Yezu yungamo ati «Mbese abantu b'iki gihe nabagereranya na nde? Bameze nka
nde ? Bameze nk'abana bicaye ku kibuga,

32bamwe babwira abandi bati 'Twavugije umwirongi maze ntimwabyina! Duteye
indirimbo z'amaganya, ntimwarira!'

33Koko rero Yohani Batisita yaje atarya umugati, kandi atanywa divayi, muravuga
muti 'Yahanzweho !'

34Naho Umwana w'umuntu aza arya kandi anywa, muravuga muti 'Ni igisambo, ni
umusinzi, ni incuti y'abasoresha n'abanyabyaha !'

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

35Nyamara ubuhanga bugaragazwa n'ibikorwa byabwo.»

### Yezu ababarira umugore w'umunyabyaha

36Nuko umwe mu Bafarizayi, atumira Yezu ngo basangire; yinjira iwe, ajya ku meza.

37Maze haza umugore wari ihabara mu mugi. Yari yamenye ko Yezu ari ku meza, mu nzu y'uwo Mufarizayi, aza afite urweso rurimo umubavu.

38Nuko aturuka inyuma ya Yezu, yunama ku birenge bye arira. Amarira atonyangira ku birenge bya Yezu, abihanaguza imisatsi ye, agumya kubisoma, anabisiga umubavu.

39Umufarizayi wari wamutumiye, ngo abibone, aribwira ati «Uyu muntu, iyo aba umuhanuzi koko, aba yamenye uyu mugore umukora uwo ari we, n'icyo ari cyo: ko ari umunyabyaha.»

40Yezu araterura, aramubwira ati «Simoni, mfite icyo nkubwira.» Undi aravuga ati «Mbwira, Mwigisha.»

41Yezu ati «Umuntu yari afite abantu babiri bamurimo umwenda; umwe yari amurimo amadenari magana atanu, undi mirongo itanu.

42Babuze icyo bishyura, abarekera uwo mwenda. Muri abo bombi, ni uwuhe uzarusha undi kumukunda?»

43Simoni arasubiza ati «Ndasanga ari uwarekewe umwenda munini.» Yezu aramubwira ati «Ushubije neza.»

44Nuko ahindukirira wa mugore, abwira Simoni ati «Urabona uyu mugore? Ninjiye mu nzu yawe, ntiwansuka amazi ku birenge ; naho we, yuhagije ibirenge byanjye amarira ye, maze abihanaguza imisatsi ye.

45Ntiwampobeye unsoma; naho we, kuva aho yinjiriye mu nzu, ntiyahwemye kunsoma ibirenge.

46Ntiwansize amavuta ahumura mu mutwe; naho we, yansize umubavu ku birenge.

47Ni cyo gitumye nkubwira nti: ibyaha bye byose uko bingana arabibabariwe, kubera urukundo rwe rwinshi. Naho ubabariwe bike, akunda buke.»

48Nuko Yezu abwira uwo mugore ati «Ibyaha byawe birakijijwe.»

49Abari kumwe na we ku meza batangira kwibaza bati «Uyu ni muntu ki ugeza n'aho gukiza ibyaha?»

50Nuko Yezu abwira wa mugore ati «Ukwemera kwawe kuragukijije; genda amahoro.»

## Luka 8

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Abagore bakurikiraga Yezu

1Nuko Yezu ashyira nzira, azenguruka imigi n'insisiro, yamamaza Inkuru Nziza y'Ingoma y'Imana. Ba Cumi na babiri bari kumwe na we.

2Hari kandi n'abagore bamwe bari bakijijwe roho mbi n'izindi ndwara; barimo Mariya bise Madalena, wari wameneshejwemo roho mbi ndwi ;

3hari na Yohana muka Shuza, umunyabintu wa Herodi, na Suzana n'abandi benshi babafashishaga ibintu bari bafite.

### Umugani w'umubibyi

(Mt 13,1–9 ; Mk 4,1–9)

4Nuko abantu benshi bamaze guterana, baturutse mu migi yose bamusanga, Yezu ababwiza uyu mugani ati

5«Umubibyi yavuye iwe ajya kubiba imbuto ye. Igihe abiba, imbuto zimwe zigwa iruhande rw'inzira; barazikandagira, n'inyoni zo mu kirere zirazirya zose.

6Izindi zigwa mu mabuye; zimaze kumera ziruma, kuko zabuze amazi.

7N'izindi zigwa mu mahwa; amahwa arakura, arazipfukirana.

8Izindi zigwa mu butaka bwiza; ziramera, zera imbuto karijana.» Amaze kuvuga atyo, atera hejuru, ati «Ufite amatwi yo kumva, niyumve!»

### Igituma Yezu avugira mu migani

(Mt 13,10–13 ; Mk 4,10–12)

9Abigishwa be bamubaza icyo uwo mugani ushaka kuvuga.
10Arabasubiza ati «Mwebweho mwahawe kumenya amabanga y'Ingoma y'Imana; naho abandi bakabwirwa mu migani, *'kugira ngo barebe boye kubona, bumve boye gusobanukirwa.'*

### Yezu asobanura umugani w'umubibyi

(Mt 13,18–23 ; Mk 4,13–20)

11Dore rero icyo uwo mugani uvuga: imbuto ibibwa ni ijambo ry'Imana.

12Abameze nk'imbuto zaguye iruhande rw'inzira ni abumva iryo jambo, hanyuma Sekibi akaza, akarikura mu mutima wabo, agira ngo batemera, bagakira.

13Abameze nk'imbuto zaguye mu mabuye, ni abumva iryo jambo bakaryakirana ibyishimo, nyamara ntiribacengeremo ngo ribashingemo imizi. Ni abemera by'akanya gato; ibishuko byaza, bagahita bacika intege.

14Abameze nk'imbuto zaguye mu mahwa, ni abumva ijambo, ariko imihihibikano n'ubukungu n'amaraha y'isi bikabapfukirana, bikababuza kwera imbuto.

15Abameze nk'imbuto zaguye mu butaka bwiza, ni abumva ijambo, bakaryakirana umutima ukeye kandi mwiza, maze bakera imbuto nziza babikesha ubudacogora

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bwabo.

### Umugani w’itara
(Mk 4,21–25)

16Nta muntu ucana itara ngo arishyire mu nsi y’ikibindi, cyangwa mu nsi y’urutara, ahubwo arishyira ku gitereko, agira ngo rimurikire abinjira bose.

17Koko rero, nta cyahishwe kitazahishurwa, nta n’ibanga rizahera ritamenyekanye.

18Mwitondere rero uburyo mwumva aya magambo. Kuko ufite byinshi, ari we uzongererwa; naho udafite, n’icyo yibwiraga ko afite bazakimwaka.»

### Bene wabo wa Yezu ni bande?
(Mt 12,46–50 ; Mk 3,31–35)

19Nuko nyina wa Yezu n’abavandimwe be baza bamusanga, ariko babura uko bamugeraho kubera abantu benshi bari bamukikije.

20Babimenyesha Yezu bati «Nyoko n’abavandimwe bawe bari hanze barifuza ko mubonana.»

21Arabasubiza ati «Mama n’abavandimwe banjye, ni abumva ijambo ry’Imana, bakarikurikiza.»

### Yezu acubya umuhengeri
(Mt 8,23–27 ; Mk 4,35–41)

22Umunsi umwe, Yezu ajya mu bwato ari kumwe n’abigishwa be. Arababwira ati «Twambuke ikiyaga, dufate hakurya.» Nuko bagana amazi magari.

23Mu gihe bambuka, Yezu arasinzira. Nuko haza umuhengeri, ubwato buravoma, benda kurohama.

24Baramwegera baramukangura, bavuga bati «Mwigisha, Mwigisha, turashize!» Nuko arakanguka, akangara umuyaga n’umuvumba w’amazi. Birahosha haza ituze.

25Arababwira ati «Ukwemera kwanyu kuri he?» Bagira ubwoba, baratangara, bakabazanya bati «Uyu ni muntu ki, ugeza aho gutegeka imiyaga n’imivumba bikamwumvira!»

### Yezu akiza uwahanzweho na roho mbi
(Mt 8,28–34 ; Mk 5,1–20)

26Bakukira mu gihugu cy’Abanyageraza giteganye n’icya Galileya.

27Yezu ageze imusozi, asanganirwa n’umuntu uturutse mu mugi, wahanzweho na roho mbi. Yari amaze igihe kirekire atikoza imyambaro, nta n’inzu yabagamo, ahubwo yiberaga mu marimbi.

28Abonye Yezu, amwikubita imbere, maze atera hejuru cyane, ati «Uranshakaho iki, Yezu mwana w’Imana Isumbabyose? Ndakwinginze, winyica urubozo.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

29Roho mbi yavuze ibyo kubera ko Yezu yari yatangiye kuyitegeka ngo ive muri uwo muntu. Koko rero, roho mbi yamuhangagaho kenshi; bakamubohesha iminyururu amaboko n'amaguru bagira ngo adacika, ariko akarenga agaca ingoyi, maze roho mbi ikamujyana kwangara ku gahinga.

30Yezu aramubaza ati «Izina ryawe ni irihe?» Aramusubiza ati «Nitwa Gitero.» Kumusubiza atyo yabitewe n'uko roho mbi nyinshi zari zaramwaritsemo.

31Nuko zimwingingira kutazitegeka gusubira mu nyenga.

32Ubwo aho ngaho hakaba umukumbi w'ingurube zarishaga kuri uwo musozi. Roho mbi zinginga Yezu ngo azireke zigire muri izo ngurube, arazemerera.

33Nuko roho mbi ziva muri uwo muntu, zijya mu ngurube, maze uwo mukumbi ukonkoboka mu manga n'umuriri mwinshi, wiroha mu kiyaga, urarohama.

34Abashumba babibonye barahunga, bajya kubimenyesha abari mu mugi n'abari mu cyaro.

35Abantu b'aho barahurura, baza kureba ibyabaye. Bageze iruhande rwa Yezu, basanga wa muntu roho mbi zari zavuyemo yicaye imbere ye, yambaye, kandi yagaruye ubwenge. Nuko bagira ubwoba.

36Abari babibonye, babatekerereza ukuntu uwo muntu wari wahanzweho na roho mbi yakize.

37Nuko abaturage bose bo mu gihugu cy'Abanyageraza basaba Yezu ngo abavire aho, kuko bari bafite ubwoba bwinshi. Yezu yurira ubwato aragenda.

38Nuko uwo muntu roho mbi zari zavuyemo, aramusaba ngo bibanire. We rero amusezerera, amubwira ati

39«Ahubwo taha, maze utekerereze abandi ubuntu Imana yakugiriye.» Uwo muntu aragenda, atangaza mu mugi wose ibyo Yezu yari yamugiriye.

### Yezu akiza umugore, akazura n'umukobwa wa Yayiro

(Mt 9,18–26 ; Mk 5,21–43)

40Yezu agarutse, abantu baramwakira, kuko bose bari bamutegereje.

41Nuko haza umuntu witwa Yayiro, akaba umutware w'isengero. Apfukamira Yezu, aramwinginga ngo aze iwe,

42kuko umukobwa we wari ufite nk'imyaka cumi n'ibiri yendaga gupfa. Mu gihe aganayo, rubanda bamubyiganaho.

43Ubwo rero hakaba umugore wari umaze imyaka cumi n'ibiri ava amaraso, ntihagira n'umwe ushobora kumukiza.

44Amuturuka inyuma, akora ku ncunda z'igishura cye; ako kanya amaraso arakira.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

45Nuko Yezu arabaza ati «Ni nde unkozeho?» Bose barahakana. Petero aramusubiza ati «Mwigisha, ni aba bantu bagukikije, bakubyiga!»

46Yezu asubiramo ati «Hari umuntu unkozeho, kuko numvise ububasha bumvamo.»

47Umugore abonye ko yamenyekanye, aza ahinda umushyitsi, maze apfukama imbere ya Yezu, avugira mu ruhame icyatumye amukoraho, n'uko yahereyeko akira ako kanya.

48We rero aramubwira ati «Mwana wanjye, ukwemera kwawe kuragukijije, genda amahoro.»

49Mu gihe akivuga ibyo, haza umuntu uvuye kwa wa mutware w'isengero, aramubwira ati «Umukobwa wawe amaze guca; reka kurushya Umwigisha.»

50Yezu abyumvise abwira Yayiro ati «Witinya! Upfa kwemera gusa, arakira.»

51Ageze mu rugo, ntiyatuma hari uwinjirana na we mu nzu, kereka Petero na Yakobo na Yohani, hamwe na se na nyina b'umwana.

52Bose baramuririraga, kandi bashavujwe na we. Yezu aravuga ati «Mwirira: umukobwa ntiyapfuye, ahubwo arasinziriye.»

53Baramuseka, kuko bari bazi neza ko umwana yapfuye.

54Naho we amufata ukuboko, aramuhamagara ati «Mwana, kanguka.»

55Umukobwa agarura akuka, ako kanya arahaguruka. Nuko Yezu ategeka ko bamugaburira.

56Ababyeyi be baratangara cyane, ariko ababuza kugira uwo babwira ibimaze kuba.

## Luka 9

### Yezu yohereza ba Cumi na babiri mu butumwa

(Mt 10,5–15 ; Mk 6,6–13)

1Nuko Yezu akoranya ba Cumi na babiri, abaha gutegeka no kwirukana roho mbi zose, abaha n'ububasha bwo gukiza indwara.

2Abatuma kwamamaza Ingoma y'Imana no gukiza abarwayi.

3Arababwira ati «Ntimugire icyo mujyana mu rugendo, yaba inkoni, waba umufuka, waba umugati, byaba n'ibiceri», ababwira no kutajyana amakanzu abiri.

4Arongera ati «Urugo muzinjiramo rwose, muzarugumemo kugeza igihe muhaviriye.

5Naho abatazabakira, nimujya kuva mu mugi wabo, muzakungute umukungugu wo ku birenge byanyu, bibe ikimenyetso cy'uko bahemutse.»

6Nuko baragenda bazenguruka insisiro, bamamaza Inkuru Nziza, kandi bakiza abarwayi hose.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Herodi yibaza Yezu uwo ari we
(Mt 14,1–2 ; Mk 6,14–16)

7Icyo gihe Herodi, umutware w'intara ya Galileya, yumva ibyabaye byose, biramushobera, kuko bamwe bavugaga bati «Ni Yohani wazutse mu bapfuye»;

8abandi ngo «Ni Eliya wagarutse»; naho abandi ngo «Ni umwe mu bahanuzi ba kera wazutse.»

9Ariko Herodi akavuga ati «Yohani, jyewe namucishije umutwe; none se uwo muntu numva bavugaho ibyo yaba nde?» Asigara ashaka uko yamubona.

### Yezu agaburira abantu ibihumbi bitanu
(Mt 14,13–21 ; Mk 6,30–44)

10Intumwa zihindukiye, zitekerereza Yezu ibyo zakoze byose. Nuko ajyana na zo, ajya ahantu hiherereye, ahagana ku mugi wa Betsayida.

11Ariko abantu benshi baza kuhamenya, baramukurikira. Yezu abakira neza, ababwira iby'Ingoma y'Imana, kandi akiza abari babikeneye.

12Umunsi uciye ikibu, ba Cumi na babiri baramwegera, baramubwira bati «Sezerera aba bantu, bajye mu nsisiro no mu ngo ziri hafi aha, bashake icumbi n'icyo barya, kuko aha turi ari ku butayu.»

13Maze arababwira ati «Mwebwe ubwanyu nimubahe ibyo kurya.» Baramusubiza bati «Nta kindi dufite kitari imigati itanu n'amafi abiri gusa; keretse ahari twebwe ubwacu twajya kubagurira icyo barya... »

14Koko hari abagabo bageze nko ku bihumbi bitanu. Yezu abwira abigishwa be ati «Nimubicaze mu dutsiko tw'abantu nka mirongo itanu mirongo itanu.»

15Babigenza batyo, barabicaza bose.

16Nuko afata ya migati itanu na ya mafi abiri, areba ku ijuru, abivugiraho amagambo y'umugisha, hanyuma arabimanyura, abiha abigishwa be kugira ngo babihereze abantu bari aho.

17Bararya, bose barahaga; barundarundira hamwe ibisigaye, byuzura inkangara cumi n'ebyiri.

### Petero yemeza ko Yezu ari Umukiza
(Mt 16,13–20 ; Mk 8,27–30)

18Umunsi umwe Yezu yasengeraga ahiherereye ari kumwe n'abigishwa be, maze arababaza ati «Rubanda bavuga ko ndi nde?»

19Barasubiza bati «Bamwe bavuga ko uri Yohani Batisita, abandi ngo uri Eliya, naho abandi ngo uri umwe mu bahanuzi ba kera wazutse.»

20Yongera kubabaza ati «Mwebwe se, muvuga ko ndi nde?» Petero aramusubiza ati «Uri Kristu w'Imana.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

21Nyamara we abihanangiriza kutagira uwo babibwira.

### Yezu avuga ubwa mbere ko azapfa akazuka

(Mt 16,21 ; Mk 8,31)

22Yungamo avuga ko Umwana w'umuntu agomba kuzababara cyane, agacibwa n'abakuru b'umuryango, n'abatware b'abaherezabitambo, n'abigishamategeko, akicwa, kandi akazazuka ku munsi wa gatatu.

### Ibintu ngombwa ku bashaka gukurikira Yezu

(Mt 16,24–28 ; Mk 8,34—9.1)

23Nuko akabwira bose, ati «Niba hari ushaka kunkurikira, yiyibagirwe ubwe, aheke umusaraba we, maze ankurikire!

24Kuko uzashaka gukiza ubugingo bwe, azabubura; naho uzahara ubugingo bwe ari jye agirira, azabukiza.

25Umuntu watunga iby'isi yose, ariko akabura ubugingo bwe, cyangwa akabwangiza, byaba bimumariye iki?

26Koko rero, umuntu uzanyihakana, agahakana n'amagambo yanjye, uwo nguwo Umwana w'umuntu na we azamwihakana, igihe azazira mu ikuzo rye, n'irya Se, n'iry'Abamalayika batagatifu.

27Ndababwira ukuri: mu bari hano, harimo abatazapfa batabonye Ingomay'Imana.»

### Yezu yihindura ukundi

(Mt 17,1–8 ; Mk 9,2–8)

28Nuko hashize nk'iminsi munani Yezu amaze kuvuga ayo magambo, ajyana na Petero, na Yohani, na Yakobo, aterera umusozi ajya gusenga.

29Mu gihe yasengaga, mu maso he hahinduka ukundi, n'imyambaro ye irakirana nk'umurabyo.

30Nuko haza abagabo babiri baganira na we, ari bo Musa na Eliya.

31Bababonekera babengerana ikuzo, bavugana na we iby'urupfu rwe, yari agiye gupfira i Yeruzalemu.

32Icyo gihe Petero na bagenzi be bari batwawe n'ibitotsi. Ngo bakanguke, babona ikuzo rya Yezu na ba bagabo babiri bari kumwe.

33Bagiye kugenda, Petero abwira Yezu ati «Mwigisha, kwibera hano nta ko bisa. Reka tuhace ibiraro bitatu, kimwe cyawe, ikindi cya Musa, n'ikindi cya Eliya.» Icyakora ntiyari azi icyo avuga.

34Akivuga ibyo, igihu kiraza kirabatwikira; kibarenzeho bashya ubwoba.

35Nuko ijwi rituruka muri cya gihu rivuga riti «Uyu ni Umwana wanjye nihitiyemo; mujye mumwumvira!»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

36Ijwi ngo rimare kuvuga, babona Yezu ari wenyine. Nuko muri iyo minsi baryumaho, ntibagira uwo babwira ibyo bari babonye.

### Umunyagicuri uhanzweho na roho mbi
(Mt 17,14–18 ; Mk 9,14–27)

37Bukeye bwaho, igihe bamanuka umusozi, abantu benshi baza kumusanganira.

38Maze umuntu wo muri iyo mbaga atera hejuru ati «Mwigisha, ndabigusabye: dore uyu mwana wanjye mufite ari ikinege.

39Hari ubwo roho mbi imwegura, agacura imiborogo, ikamuhotagura, akazana urufuro; kandi ikamuvamo byaruhanije, igasiga ari intere.

40Ninginze abigishwa bawe ngo bayirukane, ariko ntibabishoboye.»

41Yezu arasubiza ati «Bantu b'iki gihe batemera kandi b'inkozi z'ibibi, nzabana namwe kugeza ryari? Nzabiyumanganya mpereze he? Cyo zana umwana wawe hano.»

42Igihe umwana ariho yegera Yezu, roho mbi imutura hasi, iramuhotagura. Nuko Yezu akangara roho mbi, akiza umwana, amusubiza se.

43Bose batangarira ububasha bw'Imana.

### Yezu avuga ubwa kabiri ko azapfa akazuka
(Mt 17,22–23 ; Mk 9,30–32)

Mu gihe bose bagitangarira ibyo Yezu yakoraga byose, abwira abigishwa be ati

44«Mwebweho mutege amatwi, mwumve ibyo ngiye kubabwira: dore Umwana w'umuntu agiye kugabizwa abantu.»

45Ariko ntibumva iryo jambo, ribabera urujijo, ntibasobanukirwa kandi batinya kumusobanuza.

### Ni nde uruta abandi?
(Mt 18,1–5 ; Mk 9,33–37)

46Ubundi, baza kujya impaka, bibaza uwaba mukuru muri bo.

47Yezu amenya ibyo batekereza, maze arembuza umwana muto, amushyira iruhande rwe.

48Arababwira ati «Umuntu wese wakira uyu mwana ari jye abigirira, ni jye aba yakiriye. Kandi uzanyakira wese, azaba yakiriye Uwantumye. Koko rero umuto muri mwe, ni we mukuru.»

### Utaturwanya ari kumwe natwe
(Mk 9,38–41)

49Ni bwo Yohani amubwiye ati «Mwigisha, twabonye umuntu wirukana roho mbi mu izina ryawe; turabimubuza kuko atagukurikira hamwe natwe.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

50Yezu aramusubiza ati «Ntimukagire uwo mubibuza, kuko utabatambamira, burya aba ari kumwe namwe.»

### Abo muri Samariya banga kwakira Yezu

51Igihe cya Yezu cyo kuvanwa ku isi cyari cyegereje, nuko yiyemeza adashidikanya kujya i Yeruzalemu.

52Yohereza integuza ngo zimubanzirize imbere. Baragenda binjira mu rusisiro rw'Abanyasamariya kumuteguriza.

53Ariko ab'aho bangakumwakira, kuko yajyaga i Yeruzalemu.

54Babiri mu bigishwa be, Yakobo na Yohani, babibonye baravuga bati «Nyagasani, urashaka se ko dutegeka umuriro, ukamanuka mu ijuru, ukabatsemba?»

55We rero arahindukira, arabatonganya cyane.

56Nuko baboneza bajya mu rundi rusisiro.

### Ibya ngombwa ku batorwa n'Imana

(Mt 8,19–22)

57Igihe bari mu nzira bagenda, umuntu umwe aramubwira ati «Nzagukurikira aho uzajya hose.»

58Yezu aramusubiza ati «Imihari igira amasenga, n'inyoni zo mu kirere zikagira ibyari; naho Umwana w'umuntu we, ntagira aho arambika umutwe.»

59Yezu abwira undi ati «Nkurikira.» We aramusubiza ati «Reka mbanze njye guhamba data.»

60Yezu aramubwira ati «Reka abapfu bahambe abapfu babo; naho wowe, genda ujye kwamamaza Ingoma y'Imana.»

61Undi na we ati «Mwigisha, nzagukurikira, ariko reka mbanze njye gusezera ku bo mu rugo.»

62Yezu aramusubiza ati «Umuntu wese watangiye guhinga agasubiza amaso inyuma, uwo ntakwiye gukorera Ingoma y'Imana.»

## Luka 10

### Yezu atuma abigishwa mirongo irindwi na babiri

(Mt 9,37–38 ; 10,7–16 ; Mk 6,8–11 ; Lk 9,3–5)

1Nyuma y'ibyo Nyagasani ahitamo n'abandi mirongo irindwi na babiri, maze abohereza imbere ye babiri babiri, mu migi yose n'ahandi hose yajyaga kunyura.

2Arababwira ati «Imirima yeze ni myinshi, ariko abasaruzi ni bake ; nimusabe rero Nyirimyaka yohereze abasaruzi mu mirima ye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Ngaho nimugende; dore mbohereje nk'abana b'intama mu birura.

4Ntimugire icyo mujyana, kaba agasaho k'ibiceri, waba umufuka, zaba inkweto; kandi mwirinde guhera mu nzira muramukanya.

5Urugo rwose mwinjiyemo, mubanze muvuge muti 'Amahoro abe muri uru rugo !'

6Nihaba umuntu w'amahoro, amahoro yanyu azamusakaraho; nahabura azabagarukira.

7Mugume muri iyo nzu, munywe kandi murye icyo babahaye, kuko umukozi akwiriye igihembo cye. Ntimukave mu nzu mujya mu yindi.

8Umugi wose muzinjiramo bakabakira, muzarye ibyo babahereje.

9Mukize n'abarwayi muhasanze, kandi mubabwire muti 'Ingoma y'Imana ibari hafi!'

10Naho rero umugi wose muzinjiramo ntibababakire, muzajye mu materaniro yabo, muvuge muti

11'Dore n'umukungugu w'umugi wanyu wadufashe ku birenge, turawukunguse kandi turawubasigiye! Icyakora mubimenye neza, Ingoma y'Imana iri hafi.'

12Ndabibabwiye: kuri wa munsi w'urubanza, Sodoma izababarirwa kurusha uwo mugi.

13Iyimbire, Korazini! Iyimbire, Betsayida! Kuko ibitangaza byabakorewemo, iyo bikorerwa muri Tiri no muri Sidoni, kuva kera baba barisubiyeho, bakambara ibigunira bakisiga ivu.

14Nyamara ku munsi w'urubanza muzahanwa kurusha Tiri na Sidoni.

15Naho wowe, Kafarinawumu, ubona ko uzakuzwa kugera mu bicu? Uzarohwa mu kuzimu!

16Ubumva, ni jye aba yumva; ubahinyura, ni jye aba ahinyura, kandi umpinyuye aba ahinyuye n'Uwantumye.»

### Ikigomba gushimisha intumwa

17Ba bigishwa uko bari mirongo irindwi na babiri, bagaruka bishimye cyane, bavuga bati «Mwigisha, na roho mbi ziratwumvira kubera izina ryawe.»

18Arababwira ati «Koko nabonaga Sekibi ahanuka ku ijuru nk'umurabyo.

19Dore mbahaye ububasha bwo kuribata inzoka na za manyenga, n'ubwo gutsinda umwanzi wese kandi nta kizashobora kubahuganya.

20Nyamara, ntimwishimire ko roho mbi zibumvira, ahubwo nimwishimire ko amazina yanyu yanditse mu ijuru.»

### Inkuru Nziza ihishurirwa abaciye bugufi


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

(Mt 11,25–27)

21Ako kanya, Yezu ahimbazwa na Roho Mutagatifu, maze aravuga ati «Dawe, Mutegetsi w'ijuru n'isi, ngushimiye ko ibyo wabihishe abanyabwenge n'abahanga, ukabihishurira abaciye bugufi. Koko, Dawe, ni ko wabyishakiye.

22Byose nabyeguriwe na Data, kandi nta we uzi Mwana uwo ari we keretse Data, nta n'uzi Data uwo ari we keretse Mwana n'uwo Mwana ashatse kubihishurira.»

## Icyo abigishwa ba Yezu barusha abandi

(Mt 13,16–17)

23Hanyuma ahindukirira abigishwa be, ababwirira ukwabo ati «Hahirwa amaso abona ibyo muruzi!

24Ndababwira ukuri: abahanuzi benshi n'abami benshi bifuje kubona ibyo muruzi ntibababibona, no kumva ibyo mwumva ntibabyumva.»

## Umugani w'Umunyasamariya w'impuhwe

25Nuko umwigishamategeko arahaguruka, amubaza amwinja ati «Mwigisha, ngomba gukora iki kugira ngo ndonke ubugingo bw'iteka?»

26Yezu aramubwira ati «Mu Mategeko handitsemo iki? Usomamo iki?»

27Undi aramusubiza ati *«Uzakunde Nyagasani Imana yawe, n'umutima wawe wose, n'amagara yawe yose, n'imbaraga zawe zose, n'ubwenge bwawe bwose*, kandi *uzakunde mugenzi wawe nk'uko wikunda.»*

28Yezu aramubwira ati «Ushubije neza; ubigenze utyo, uzagira ubugingo.»

29Nyamara we, kugira ngo yikure mu isoni, abwira Yezu ati «Ariko se mugenzi wanjye ni nde?»

30Yezu araterura ati «Umuntu yamanutse i Yeruzalemu ajya i Yeriko, maze agwa mu gico cy'abajura, baramwambura, baramuhondagura maze bamusiga ari intere.

31Umuherezabitambo aza kumanuka muri iyo nzira, aramubona arihitira.

32Haza n'umulevi, na we aramubona arihitira.

33Nuko Umunyasamariya wari mu rugendo amugeze iruhande, aramubona amugirira impuhwe.

34Aramwegera, apfuka ibikomere bye amaze kubyomoza amavuta na divayi. Hanyuma amwuriza indogobe ye, amujyana ku icumbi, amwitaho.

35Bukeye afata amadenari abiri, ayaha nyir'icumbi, aramubwira ati 'Umwiteho maze ibindi uzamutangaho, nzabikwishyura ngarutse.'

36Muri abo uko ari batatu, uwo ukeka ko ari mugenzi w'uwaguye mu gico cy'abajura ni uwuhe?»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

37Umwigishamategeko arasubiza ati «Ni uwamugiriye impuhwe.» Yezu aramubwira ati «Genda, nawe ugenze utyo.»

### Yezu ari iwabo wa Marita na Mariya

38Yezu akomeza urugendo n'abigishwa be, agera mu rusisiro, maze umugore witwa Marita aramwakira.

39Yari afite mwene nyina witwa Mariya, akaba yicaye iruhande rw'ibirenge bya Nyagasani, yumva amagambo ye.

40Marita we yari ahugiye mu byo gushaka amazimano. Ageze aho, araza abwira Yezu ati «Mwigisha, nta cyo bikubwiye kubona murumuna wanjye amparira imirimo yose? Mubwire aze amfashe!»

41Ariko Nyagasani aramusubiza ati «Marita, Marita, uhagaritse umutima kandi urahihibikanywa na byinshi;

42nyamara ibya ngombwa ni bike, ndetse ni kimwe gusa. Mariya rero yahisemo umugabane mwiza, udateze kuzamwamburwa.»

## Luka 11

### Yezu atoza abigishwa be gusenga
(Mt 6,9–13)

1Umunsi umwe, Yezu yari ahantu asenga. Arangije, umwe mu bigishwa be aramubwira ati «Mwigisha, natwe dutoze gusenga nk'uko Yohani yabigenjereje abigishwa be.»

2Nuko arababwira ati «Igihe musenga, mujye muvuga muti: Dawe, izina ryawe ryubahwe, Ubwami bwawe nibuze,

3ifunguro ridutunga uriduhe buri munsi.

4Utubabarire ibicumuro byacu, kuko natwe tubabarira uwaducumuyeho wese, kandi ntudutererane mu bitwoshya.»

### Umugani w'incuti itazira igihe

5Nuko arababwira ati «Tuvuge ko umwe yaba afite incuti, akagenda ayigana mu gicuku, akayibwira ati 'Mugenzi wanjye, nguriza imigati itatu;

6dore incuti yanjye iri mu rugendo intungutseho, none mbuze icyo nyiha'.

7Hanyuma undi akamusubiriza mu nzu, ati 'Windushya! Dore nakinze, kandi jye n'abana banjye turaryamye; sinshobora kubyuka ngo nguhe iyo migati.'

8Ndabibabwiye: n'aho atabyutswa no kumuhera ko ari incuti ye, yabyutswa n'uko yamubujije uburyo, maze akamuha ibyo akeneye byose.

### Usaba wese arahabwa

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

(Mt 7,7–11)

9Nanjye ndabibabwiye nti: musabe, muzahabwa; mushakashake, muzaronka; mukomange, muzakingurirwa.

10Kuko usaba wese ahabwa, ushakashaka akaronka, n'ukomanga agakingurirwa.

11Mbese ni nde mubyeyi muri mwe, umwana we yasaba umugati, akamuhereza ibuye? Cyangwa se yamusaba ifi, aho kuyimuha, akamuhereza inzoka?

12Cyangwa se yamusaba igi, akamuhereza manyenga?

13Niba rero, mwebwe n'ububi bwanyu, muzi guha abana banyu ibintu byiza, So uri mu ijuru azarushaho ate guha Roho Mutagatifu abamumusabye?»

## Yezu na Belizebuli

(Mt 9,32–34 ; 12,22–30 ; Mk 3,22–27)

14Umunsi umwe Yezu yariho yirukana roho mbi yari yagize umuntu ikiragi. Roho mbi imaze kumuvamo, ikiragi kiravuga, abantu bose baratangara.

15Icyakora bamwe muri bo baravuga bati «Belizebuli, umutware wa roho mbi, ni we yirukanisha roho mbi.»

16Naho abandi bamusaba ikimenyetso kivuye mu ijuru bamwinja.

17Yezu amenya ibyo batekereza, arababwira ati «Ingoma yose yibyayemo amahari irarimbuka, n'amazu yayo yose akagwirirana.

18Niba rero Sekibi yibyayemo amahari, ingoma ye izakomera ite, ko muvuga ngo roho mbi nzirukanisha Belizebuli?

19Niba ari Belizebuli nirukanisha roho mbi, abana banyu bo bazirukanisha nde? Ni bo rero bazababera abacamanza.

20Ariko niba ari urutoki rw'Imana nirukanisha roho mbi, ni uko Ingoma y'Imana yabagezemo.

21Iyo umuntu w'umunyamaboko kandi ufite intwaro arinze urugo rwe, ibye biba amahoro.

22Ariko iyo haje umurusha amaboko akamutsinda, akamwambura intwaro yari yiringiye, amunyaga ibye akabigaba.

23Utari kumwe nanjye, aba andwanya; n'utarunda hamwe nanjye, aba anyanyagiza.

## Roho mbi ntigenda ngo ihere

(Mt 12,43–45)

24Iyo roho mbi ivuye mu muntu, ibungera ahantu h'agasi, ishaka uburuhukiro maze ikabubura. Nuko ikibwira iti 'Nsubiye mu nzu yanjye navuyemo.'

25Yahagera igasanga ikubuye, iteguye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

26 Nuko ikagenda ikazana roho mbi zindi ndwi ziyitambukije ubugome, zikaza zikahatura. Nuko imimerere ya nyuma y'uwo muntu ikarushaho kuba umwaku.»

### Abahire by'ukuri

27 Nuko igihe Yezu yavugaga atyo, umugore arangurura ijwi rwagati mu mbaga, aramubwira ati «Hahirwa inda yagutwaye n'amabere yakonkeje!»

28 Na we ati «Ahubwo hahirwa abumva ijambo ry'Imana bakarikurikiza !»

### Ikimenyetso cya Yonasi

(Mt 12,38–42)

29 Abantu bamaze guterana ari benshi, Yezu arababwira ati «Ab'iyi ngoma ni abantu babi! Barashaka ikimenyetso; nyamara nta kindi kimenyetso bazahabwa, atari icya Yonasi.

30 Nk'uko Yonasiyabereye Abanyaninivi ikimenyetso, ni na ko Umwana w'umuntu azakibera ab'iyi ngoma.

31 Ku munsi w'urubanza, umwamikazi w'igihugu cy'epfo azahagurukira ab'iyi ngoma maze abatsinde, kuko yaturutse iyo gihera aje kumva ubuhanga bwa Salomoni , kandi hano hari uruta Salomoni!

32 Kuri uwo munsi w'urubanza, Abanyaninivi na bo bazahagurukira ab'iyi ngoma maze babatsinde, kuko bumvise inyigisho za Yonasi maze bakisubiraho, kandi hano hari uruta Yonasi.

### Yezu yongera guca umugani w'itara

(Mt 5,15 ; Mk 4,21 ; Lk 8,16)

33 Nta muntu ucana itara ngo arishyire ahihishe, cyangwa mu nsi y'ikibindi, ahubwo arishyira ku gitereko, agira ngo rimurikire abinjira bose.

34 Itara ry'umubiri ni ijisho ryawe. Niba rero ijisho ryawe ridafite inenge, umubiri wawe wose uzamurikirwa. Naho niba ijisho ryawe ari ribi, umubiri wawe na wo uzaba mu mwijima.

35 Isuzume urebe niba urumuri rukurimo rutari umwijima.

36 Umubiri wawe nuwerekeza wose ku rumuri, ntihagire n'agace kawo kaguma mu mwijima, uzaba wese mu rumuri nk'uko itara ryaka rikumurikira wese.»

### Yezu aburira Abafarizayi n'Abigishamategeko

(Mt 23,4... 36)

37 Yezu amaze kuvuga atyo, Umufarizayi aramutumira. Yinjira iwe, bajya ku meza.

38 Umufarizayi abonye ko atabanje gukaraba mbere yo gufungura, biramutangaza.

39 Ariko Nyagasani aramubwira ati «Ni ko mwabaye mwebwe Abafarizayi: inkongoro n'imbehe murazisukura ndetse n'inyuma hazo, naho mwebwe imbere hanyu huzuye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ubwambuzi n'ubugome.

40Mwa biburabwenge mwe! Imana yaremye inyuma, si Yo yaremye n'imbere?

41Ahubwo nimujye mutanga imfashanyo ku byo mutunze, byose bizabatunganira.

42Nimwiyimbire, Bafarizayi, mwe mutanga igice cya cumi cy'isogi, n'icy'imbwija, n'icy'izindi mboga zose, ariko mukirengagiza ubutabera n'urukundo rw'Imana. Ngibyo ibyo mwagombaga gutunganya mutirengagije n'ibindi!

43Nimwiyimbire, Bafarizayi, mwe mukunda intebe za mbere mu masengero, no kuramukirizwa ku karubanda.

44Nimwiyimbire, mwe mumeze nk'imva zitagira ikiziranga; bakazinyura hejuru, batabizi.»

45Nuko umwe mu bigishamategeko abwira Yezu ati «Mwigisha, iyo uvuga utyo, natwe uba udutuka.»

46We rero aramusubiza ati «Nimwiyimbire namwe, bigishamategeko, kuko mukorera abantu imitwaro iremereye, ariko mwe ntimukoze n'urutoki rwanyu kuri iyo mitwaro!

47Nimwiyimbire, mwe mwubakira imva z'abahanuzi kandi ari abasokuruza banyu babishe!

48Bityo muba muhamya kandi mugashima ibyo abasokuruza banyu bakoze: bo bishe abahanuzi, mwebwe mukubakira imva zabo.

49Ni cyo cyateye Imana Nyir'ubuhanga bwose kuvuga ngo 'Nzabatumaho abahanuzi n'intumwa, bazica bamwe abandi babatoteze.'

50Ni yo mpamvu ituma ab'iyi ngoma bazaryozwa amaraso y'abahanuzi bose yamenetse kuva isi igitangira,

51uhereye ku maraso ya Abeli kugeza ku ya Zakariya batsinze hagati y'urutambiro n'Ingoro. Koko ndabibabwiye: ab'iyi ngoma bazayaryozwa!

52Mwiyimbire, bigishamategeko, mwe mwatwaye urufunguzo rw'ubumenyi, mwebwe ubwanyu ntimwinjire, kandi n'abashatse kwinjira mukababuza!»

53Yezu avuye aho ngaho, abigishamategeko n'Abafarizayi batangira kumuzira no kumuvugisha menshi bamubaza,

54bamwinja kugira ngo bamufatire mu magambo ye.

## Luka 12

### Kwemera Yezu weruye kandi nta bwoba

(Mt 16,6 ; 10,26–33 ; 12,32)

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[1]Nuko abantu bageze ku bihumbi n'ibihumbi barakorana ndetse barabyigana. Yezu abanza kubwira abigishwa be ati «Mwirinde umusemburo w'Abafarizayi!» ashaka kuvuga uburyarya bwabo.

[2]Arongera ati «Nta kintu gihishe kitazagaragara, nta n'igihishiriwe kitazamenyekana.

[3]Kuko ibyo mwavugiye mu mwijima bizumvikana ku mugaragaro, n'ibyo mwavugiye ahiherereye mwongorera, bizatangarizwa ahirengeye.

[4]Mwe ncuti zanjye, reka mbabwire: ntimugatinye abica umubiri, nyuma ntibagire ikindi bashobora kubatwara.

[5]Ahubwo reka mbabwire uwo mukwiye gutinya: mutinye Umara kwica agashobora no kubaroha mu nyenga y'umuriro. Koko ndabibabwiye: Uwo nguwo muzajye mumutinya.

[6]Mbese ibishwi bitanu ntibigura uduceri tubiri? Nyamara nta na kimwe muri byo Imana yibagirwa.

[7]Mwebweho ndetse n'imisatsi yo ku mutwe wanyu yose irabaze. Ntimugatinye rero: murushije agaciro ibishwi byinshi.

[8]Ndabibabwiye: umuntu wese uzanyemera mu maso y'abantu, Umwana w'umuntu na we azamwemera imbere y'abamalayika b'Imana.

[9]Naho uzanyihakana mu maso y'abantu, na we azihakanwa imbere y'abamalayika b'Imana.

[10]Kandi nihagira uvuga Umwana w'umuntu nabi, azagiririrwa imbabazi; ariko natuka Roho Mutagatifu, ntazagiririrwa imbabazi.

[11]Mu gihe bazabajyana mu masengero imbere y'abacamanza n'abategetsi, ntimuzibaze uko muziburanira, n'amagambo muzavuga,

[12]kuko icyo gihe Roho Mutagatifu ari we uzababwiriza icyo mukwiye kuvuga.»

### Ntimukararikire ubukungu

[13]Nuko umwe muri rubanda abwira Yezu ati «Mwigisha, mbwirira umuvandimwe wanjye tugabane umurage wacu.»

[14]Ariko we aramusubiza ati «Wa muntu we, ni nde wangize umucamanza wanyu cyangwa ngo mbagabanye ibyanyu?»

[15]Yungamo ati «Muramenye, mwirinde kugira irari ry'ibintu, kuko n'aho umuntu yatunga ibintu byinshi bite, nta bwo ari byo byamubeshaho.»

### Umugani w'umukungu kiburabwenge

[16]Nuko abacira uyu mugani, ati «Habayeho umuntu w'umukungu wari wejeje imyaka myinshi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17Aribaza ati ’Ndagira nte, ko ari nta ho mfite mpunika imyaka yanjye?’

18Nuko aribwira ati ’Dore uko ngiye kubigenza: ndasenya ibigega mfite, nubake ibindi bibiruta; mpunikemo ingano zanjye n’ibindi bintu byanjye byose.

19Maze nzibwire nti: dore mfite ibintu byinshi mpunitse, bizamaza igihe kirekire; ubu ngiye kuruhuka, ndye, nywe, ndabagire.’

20Ariko Imana iramubwira iti ’Wa kiburabwenge we, muri iri joro uri bunyagwe ubuzima bwawe. Ubwo se ibyo wahunitse bizaba ibya nde?’

21Nguko uko bimerera umuntu wikungahaza ubwe, aho guharanira ubukungu buva ku Mana.»

## Kwegukira Imana

(Mt 6,25–33)

22Nuko abwira abigishwa be ati «Ni cyo gituma mbabwira nti ’Mwihagarikwa imitima n’uko muzamera, ari ku bibatunga, cyangwa ku byo muzambika umubiri wanyu.’

23Kuko ubugingo buruta ibyo kurya, n’umubiri ukaruta imyambaro.

24Nimwitegereze ibyiyoni: ntibibiba, ntibisarura, ntibigira ububiko cyangwa ibigega, ariko Imana irabigaburira. Mwebwe se ntimubona uko mutambukije ibyo bisiga agaciro!

25Ni nde muri mwe, n’aho yabishishikarira ate, wagira n’akantu na gato yongera ku buzima bwe?

26Niba rero n’ibyo byoroheje mutabishoboye, kuki ibindi byo byatuma muhagarika imitima?

27Nimwitegereze indabo: ntiziboha, ntizinadoda. Nyamara ndababwira ko na Salomoni mu bukire bwe bwose atigeze yambara nka rumwe muri zo.

28Niba Imana yambika ityo icyatsi cyo mu murima kiriho none, ejo kikazatabwa mu muriro, mwe ntizabarengerezaho, mwa bemera gato mwe?

29Nimureke rero kubunza imitima mwibaza icyo muzarya cyangwa icyo muzanywa.

30Ibyo byose abanyamahanga barabihihibikanira, naho mwe mufite umubyeyi uzi ko mubikeneye.

31Ahubwo mbere na mbere nimuharanire Ingoma ye, naho ibyo byose muzabigerekerwaho.

32Mwitinya, bushyo bukiri mbarwa, kuko Umubyeyi wanyu yishimiye kubaha Ingoma.

## Kwizigamira ubukungu mu ijuru

(Mt 6,19–21)

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

33Nimugurishe ibyo mutunze, mubifashishe abakene. Nimwishakire impago zidasaza n'ubukungu butazashira bwo mu ijuru, aho umujura atagera n'aho imungu itonona.

34Koko, aho ubukungu bwawe buri, ni na ho umutima wawe uhora.

### Guhora witeguye no kuba maso
(Mt 24,43–51)

35Nimukenyere kandi muhorane amatara yaka.

36Nimugenze nk'abantu bategereje shebuja avuye mu bukwe, kugira ngo nagera iwe agakomanga, bahite bamukingurira.

37Barahirwa abo bagaragu shebuja azasanga bari maso. Ndababwira ukuri: azakenyera abicaze ku meza, maze abahereze.

38Naza no mu gicuku cyangwa mu nkoko, agasanga bakimutegereje, barahirwa!

39Musanzwe mubizi: iyaba nyir'urugo yamenyaga igihe umujura azazira, ntiyareka bamupfumurira inzu.

40Namwe rero nimube maso, kuko Umwana w'umuntu azaza igihe mudakeka.»

41Petero ni ko kumubwira ati «Mwigisha, ni twe uciriye uwo mugani, cyangwa se uwuciriye bose?»

42Nyagasani aramusubiza ati «Murabona umunyabintu w'inyangamugayo kandi uzi ubwenge yaba uwuhe, ngo shebuja azamushinge abo mu rugo rwe, maze ajye abaha umugabane wabo w'ingano mu gihe gikwiye?

43Arahirwa uwo mugaragu, shebuja azagaruka agasanga agenza atyo!

44Ndababwira ukuri: azamushinga ibyo atunze byose.

45Naho, uwo mugaragu niyibwira ati 'Databuja aratinze', maze agatangira gukubita abagaragu n'abaja, akarya, akanywa agasinda,

46amaherezo shebuja azaza umunsi atamwitezeho, no ku isaha atazi, maze amwirukane nabi, amuherereze mu nteko y'abahemu.

47Uwo mugaragu rero wari uzi icyo shebuja ashaka, ntacyiteho ngo agikore uko yari yamutegetse, azakubitwa nyinshi;

48naho utazi icyo shebuja ashaka, agakora ibidakwiye, we azakubitwa nkeya. Uzaba yarahawe byinshi, azabazwa byinshi; n'uwo bazaba barashinze byinshi, azabazwa ibiruta iby'abandi.»

### Yezu atera ubwivangure mu bantu
(Mt 10,34–36)

49Yezu yungamo ati «Nazanywe no gukongeza umuriro ku isi, mbega ukuntu nifuza ko wagurumana!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

50Hari batisimu ngomba guhabwa, mbega ukuntu umutima wanjye uhagaze kugeza igihe nzayihererwa!

51Aho ntimwibwira ko nazanywe no gutera amahoro ku isi? Oya, ndabibabwiye, ahubwo naje kubateranya.

52Koko, kuva ubu, urugo rw'abantu batanu ruzicamo ibice, batatu barwanye babiri, babiri na bo barwanye batatu.

53Bazashyamirana, umugabo n'umuhungu we, umuhungu na se, umugore n'umukobwa we, umukobwa na nyina, nyirabukwe n'umukazana we, umukazana na nyirabukwe.»

### Ibimenyetso biranga ibihe
(Mt 16,2–3 ; 5,25–26)

54Arongera abwira rubanda ati «Iyo mubonye igicu giturutse iburengerazuba, muhita muvuga muti 'Imvura iraza kugwa', kandi bikaba.

55N'iyo mubonye umuyaga uhushye uturutse mu majyepfo, muravuga muti 'Haraza kuba ubushyuhe', kandi bikaba.

56Mwa ndyarya mwe musobanukirwa n'ibyo mu nsi n'ibyo mu kirere, ni iki gituma mudasobanukirwa n'iby'iki gihe ?

57Kuki mutabona ubwanyu icyo mukwiye gukora?

58Nuko rero, nujyana n'umuburanyi wawe agiye kukurega, gerageza kwigorora na we mukiri mu nzira, hato ataguteza umucamanza, umucamanza na we akakugabiza umurinzi w'uburoko ngo agufunge.

59Ndabikubwiye: ntuzafungurwa utishyuye kugeza ku isenge rya nyuma.»

## Luka 13

### Ni ngombwa kwisubiraho bidatinze

1Muri icyo gihe, haza abantu batekerereza Yezu uko Abanyagalileya bari bishwe na Pilato, maze amaraso yabo akayavanga n'ay'ibitambo baturaga.

2Arabasubiza ati «Mukeka ko abo Banyagalileya barushaga abandi kuba abanyabyaha?

3Oya! Ahubwo reka mbabwire: nimuticuza, mwese muzapfa kimwe na bo.

4Cyangwa se, ba bantu cumi n'umunani bagwiriwe n'umunara wo kuri Silowe, mukeka ko bazize kuba abanyabyaha kurusha abandi baturage b'i Yeruzalemu?

5Oya! Ahubwo reka mbabwire: nimuticuza, mwese muzapfa kimwe na bo.»

### Umugani w'umutini uteraga imbuto

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6Nuko Yezu abacira uyu mugani ati «Umuntu yari afite igiti cy' umutini cyatewe mu murima we w'imizabibu. Aza kuwushakakaho imbuto, ariko ntiyazibona.

7Ni ko kubwira umuhinzi we ati 'Uyu mwaka ni uwa gatatu nza gushaka imbuto kuri uyu mutini sinzibone. Wuteme, nta cyo umaze aha ngaha.'

8Undi aramusubiza ati 'Shobuja, ba uwuretse byibura uyu mwaka, nywucukurire iruhande, maze nshyireho ifumbire.

9Ahari kera wazera imbuto; nutera uzawuteme.'»

### Yezu akiza umugore ku munsi w'isabato

10Nuko Yezu yigishiriza mu isengero ku munsi w'isabato.

11Icyo gihe, hari umugore wari umaze imyaka cumi n'umunani afashwe n'indwara yari yaramumugaje. Yarububaga, ntashobore kunamuka na gato.

12Yezu amubonye, aramuhamagara aramubwira ati «Mugore, dore ukize ubumuga bwawe.»

13Nuko amuramburiraho ibiganza; ako kanya arunamuka, asingiza Imana.

14Nuko umukuru w'isengero arakazwa n'uko Yezu yakijije umuntu ku isabato. Atangira kubwira rubanda ati «Hari iminsi itandatu yo gukoraho imirimo, mujye muza kwivuza kuri iyo minsi, atari ku isabato.»

15Nyagasani aramusubiza ati «Mwa ndyarya mwe! Mbese buri muntu muri mwe, ku munsi w'isabato, ntakura ikimasa cyangwa indogobe ye mu kiraro, ngo ajye kuyuhira?

16None, uyu mwana wa Abrahamu Sekibi yaboshye imyaka cumi n'umunani, ngo ntiyakurwa ku ngoyi ku munsi w'isabato?»

17Amaze kuvuga atyo, abanzi be bose bagira ikimwaro, naho rubanda rwishimira ibitangaza yakoraga.

### Umugani w'imbuto ya sinapisi n'uw'umusemburo

(Mt 13,31–33 ; Mk 4,30–32)

18Yezu aravuga ati «Ingoma y'Imana imeze ite? Nayigereranya n'iki?

19Imeze nk'akabuto ka sinapisi umuntu yagiye gutera mu murima we, karakura kaba igiti, maze inyoni zo mu kirere ziza kwarika mu mashami yacyo.»

20Arongera ati «Ingoma y'Imana, nayigereranya n'iki?

21Imeze nk'umusemburo umugore yavanze n'incuro eshatu z'ifu, kugeza igihe byose bitutumbiye.»

### Abazinjira mu Ngoma y'Imana ni bande?

22Nuko Yezu anyura mu migi no mu nsisiro yigisha, yerekeza i Yeruzalemu.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

23Haza umuntu, aramubaza ati «Mwigisha, koko abantu bakeya ni bo bazarokoka?»
Nuko arababwira ati

24«Muharanire kwinjirira mu muryango ufunganye; ndabibabwiye: benshi
bazagerageza kwinjira, ariko boye kubishobora.

25Koko rero, nimuzaba mukiri hanze, igihe nyir'urugo azahaguruka agakinga, n'aho
muzakomanga kangahe muvuga muti 'Shobuja, dukingurire', azabasubiza ati 'Sinzi
iyo muturuka.'

26Ubwo muzatangira kuvuga muti 'Twaririye kandi tunywera imbere yawe, ndetse
wigishirije no mu materaniro yacu.'

27We rero azabasubiza ati 'Sinzi iyo muturutse; nimumve imbere mwa nkozi z'ibibi
mwe!'

28Ubwo ni bwo muzaganya mugahekenya amenyo, mubona Abrahamu, Izaki na
Yakobo, n'abahanuzi bose bari mu Ngoma y'Imana, naho mwe mwaraciriwe hanze.

29Bazaturuka iburasirazuba n'iburengerazuba, baturuke mu majyaruguru no mu
majyepfo, bazakikize ameza mu isangira ry'Ingoma y'Imana.

30Bityo hari abo mu ba nyuma bazaba aba mbere, hakaba n'abo mu ba mbere bazaba
aba nyuma.»

### Herodi ashaka kwicisha Yezu

31Icyo gihe bamwe mu Bafarizayi begera Yezu, baramubwira bati «Haguruka, uve
hano, kuko Herodi ashaka kukwicisha.»

32Arabasubiza ati «Nimujye kubwira uwo muhari muti 'Uyu munsi n'ejo ndirukana
roho mbi, nkize n'abarwayi, maze ku munsi wa gatatu nzabe ndangije.'

33Ariko uyu munsi, ejo n'ejobundi, ngomba gukomeza urugendo rwanjye, kuko
bidakwiye ko umuhanuzi apfira ahandi hatari i Yeruzalemu.

### Yezu agaya Yeruzalemu, akayihanurira

(Mt 23,37–39)

34Yeruzalemu, Yeruzalemu, wowe wica abahanuzi ugatera amabuye abagutumweho,
ni kangahe nashatse kwegeranya abana bawe, nk'uko inkoko ibundikira abana bayo
mu mababa, ariko wowe ukanga!

35Dore inzu mutuyemo izabasenyukiraho. Koko rero ndabibabwiye: ntimuzongera
kumbona ukundi kugeza igihe muzavugira muti*'Nasingizwe uje mu izina rya
Nyagasani !'*»

## Luka 14

### Yezu akiza umunyarushwima ku isabato

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1Nuko ku munsi w'isabato, Yezu yinjira mu nzu y'umwe mu Bafarizayi b'abanyacyubahiro kuhafungurira, naho bo bakamugenzura.

2Imbere ye rero hakaba umuntu urwaye urushwima.

3Yezu araterura, abwira abigishamategeko n'Abafarizayi ati «Ese biremewe gukiza umuntu ku isabato, cyangwa se birabujijwe?»

4Ariko bo baricecekera. Nuko Yezu aramwegera, aramukiza maze aramusezerera.

5Arangije arababwira ati «Ni nde muri mwe utavana ako kanya umwana we waguye mu iriba, cyangwa ikimasa cye, kabone n'iyo haba ku munsi w'isabato?»

6Nuko babura icyo basubiza.

### Umugani w'ibyicaro

7Amaze kwitegereza ukuntu abatumirwa bihutira gufata imyanya y'icyubahiro, abacira uyu mugani ati

8«Igihe bagutumiye mu bukwe, ntukishyire mu mwanya wa mbere, hato mu batumiwe hataza ukurushije icyubahiro,

9maze uwabatumiye mwembi akavaho akubwira ati 'Muvire mu mwanya'; icyo gihe wakorwa n'isoni ukajya mu mwanya w'inyuma.

10Ahubwo nutumirwa, ujye wishyira mu mwanya w'inyuma kugira ngo uwagutumiye naza, akubwire ati 'Mugenzi wanjye igira imbere.' Icyo gihe uzagira icyubahiro imbere y'abandi batumirwa bose.

11Kuko uwikuza wese azacishwa bugufi, naho uwicisha bugufi akazakuzwa.»

### Gutumira abakene

12Arongera abwira uwamutumiye ati «Nugira abo utumira ku meza, haba ku manywa cyangwa nimugoroba, ntugatumire incuti zawe, cyangwa abavandimwe n'abo mufitanye isano, cyangwa abakize muturanye, kugira ngo na bo batazavaho bagutumira, bakakwitura.

13Ahubwo nugira abo utumira, ujye urarika abakene, ibirema, abacumbagira n'impumyi.

14Ubwo ni bwo uzaba uhirwa kuko bo badafite ibyo bakwitura, maze ibyo uzabyiturwe ku munsi w'izuka ry'intungane.»

### Umugani w'abatumirwa banga kwitaba

(Mt 22,1–10)

15Umwe mu bo basangiraga, ngo yumve ibyo, abwira Yezu ati «Hahirwa uzemererwa gufungurira mu Ngoma y'Imana!»

16Nuko aramusubiza ati «Umuntu yateguye ibirori bikomeye maze atumira abantu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

benshi ngo basangire.

17Igihe cyo gufungura kigeze, yohereza umugaragu we kubwira abatumiwe ngo
’Nimuze, byose byatunganye.’

18Nuko bose batangira gushaka impamvu zo kubyangira. Uwa mbere aramubwira ati
’Naguze umurima, ngomba kujya kuwureba; umbabarire, ntundenganye.’

19Undi na we ati ’Naguze ibimasa cumi byo guhingisha, ubu ngiye kubigerageza;
umbabarire, ntundenganye.’

20Naho undi ati ’Narongoye, none simbonye uko nza.’

21Umugaragu agarutse abitekerereza shebuja. Nyir’urugo arabisha, abwira
umugaragu we ati ’Ihute, ujye mu materaniro no mu mayira y’umugi, maze uzane
abakene, ibirema, impumyi n’abacumbagira.’

22Umugaragu agaruka avuga ati ’Shobuja, ibyo wategetse nabirangije, ariko
haracyari umwanya.’

23Nyir’urugo abwira umugaragu we ati ’Ongera ujye mu mayira yo mu cyaro no mu
mihora, maze uhate abantu baze mu nzu yanjye bayuzure.

24Koko mbibabwire: nta n’umwe mu bari batumiwe uzakora ku biryo byanjye.’»

### Guhara byose ugakurikira Yezu

25Ubundi Yezu yari ashagawe n’abantu benshi. Arahindukira, arababwira ati

26«Umuntu waza ansanga, atabanje guhara se na nyina, umugore n’abana be,
abavandimwe na bashiki be, ndetse n’ubuzima bwe bwite, uwo nguwo ntashobora
kuba umwigishwa wanjye.

27Kandi umuntu wese udaheka umusaraba we ngo ankurikire, ntashobora kuba
umwigishwa wanjye.

28Mbese ni nde muri mwe washaka kubaka umunara, ntabanze kwicara ngo arebe
ibyo azawutangaho, kandi ngo amenye niba afite ibizawuzuza?

29Aba yanga ko yatangira kubaka, agasanga adashobora kuzuza, maze abazamubona
bakamuseka bavuga ngo

30’Dore umuntu watangiye kubaka, akananirwa no kuzuza!’

31Cyangwa se, ni nde mwami waba agiye kurwanya undi mwami, ntabanze kwicara
ngo yibaze ko, niba afite ingabo ibihumbi cumi, yashobora kurwanya uza kumutera
afite ibihumbi makumyabiri?

32Abonye bitamushobokeye, yamutumaho akiri kure, akamusaba ko babana mu
mahoro.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

33Nuko rero, utazahara ibyo atunze byose, ntashobora kuba umwigishwa wanjye.

### Guhorana uburyohe

(Mt 5,13 ; Mk 9,50)

34Koko, umunyu ni ikintu cyiza, ariko iyo ushizemo uburyohe bwawo, bwagarurwa n'iki?

35Nta kindi uba ugifitiye akamaro, cyaba igitaka cyangwa ifumbire ; ahubwo barawujugunya. Ufite amatwi yo kumva, niyumve!»

## Luka 15

### Yezu n'abanyabyaha

1Nuko abasoresha n'abanyabyaha basanga Yezu bose, bashaka kumwumva.

2Abafarizayi n'abigishamategeko batangira kwijujuta, bavuga bati «Uyu muntu ko yakira abanyabyaha akanasangira na bo!»

### Umugani w'intama yazimiye

(Mt 18,12–14)

3Nuko Yezu abacira uyu mugani, ati

4«Ni nde muri mwe wagira intama ijana, imwe muri zo yazimira, ntasige za zindi mirongo urwenda n'icyenda ku gasozi, akajya gushakashaka iyazimiye kugeza igihe ayiboneye?

5Iyo amaze kuyibona ayiterera ku bitugu yishimye.

6Yagera iwe agakoranya incuti n'abaturanyi, akababwira ati 'Nimuze twishimane, kuko nabonye intama yanjye yari yazimiye!'

7Ndabibabwiye: nguko uko umunyabyaha umwe wisubiraho azatera ibyishimo mu ijuru, birenze iby'intungane mirongo urwenda n'icyenda zidakeneye kwisubiraho.

### Umugani w'igiceri cyatakaye

8Cyangwa se, ni nde mugore wagira ibiceri cumi, kimwe cyatakara, ntacane itara ngo akubure inzu, ashakashake kugeza igihe akiboneye.

9Iyo amaze kukibona akoranya incuti n'abaturanyi, akababwira ati 'Nimuze twishimane, kuko nabonye igiceri cyanjye nari natakaje!'

10Ndabibabwiye: nguko uko abamalayika b'Imana bazishima kubera umunyabyaha umwe wisubiyeho.»

### Umugani w'umwana w'ikirara

11Arongera ati «Umugabo yari afite abahungu babiri.

12Umutoya abwira se ati 'Dawe, mpa umunani ungenewe.' Nuko se abagabanya ibye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13 Hashize iminsi mike, umutoya akoranya ibye byose, ajya mu gihugu cya kure. Nuko ahatagaguriza ibye yibera mu maraha.

14 Amaze kubitsemba byose, muri icyo gihugu hatera inzara ikaze, nuko aratindahara.

15 Ni bwo agiye gusaba akazi umuturage w'icyo gihugu, amwohereza kuragira ingurube mu isambu ye.

16 Yifuzaga kuba yahemburwa n'ibishishwa ingurube zaryaga, ariko ntihagire ubimuha.

17 Bigeze aho, aribwira ati 'Nyamara se kwa data hari abakozi bangana iki barya bakanabisigaza, naho jyewe nicirwa n'inzara hano!

18 Reka mpaguruke nsange data, mubwire nti: Dawe, nacumuye ku Mana no kuri wowe.

19 Singikwiriye kwitwa umwana wawe, none ngira nk'umwe mu bakozi bawe.'

20 Nuko arahaguruka asanga se. Akiri kure, se aramurabukwa, yumva impuhwe ziramusabye. Ariruka ajya kumugwa mu nda, aramuramutsa amusomagura.

21 Nuko umwana aramubwira ati 'Dawe, nacumuye ku Mana no kuri wowe, singikwiriye kwitwa umwana wawe.'

22 Naho se abwira abagaragu be ati 'Vuba, muzane ikanzu nziza cyane muyimwambike, mumwambike n'impeta mu rutoki n'inkweto mu birenge.

23 Muzane ikimasa cy'umushishe, mukibage, turye twishime,

24 kuko uyu mwana wanjye yari yarapfuye, none yazutse; yari yarazimiye, none yatahutse!' Nuko batangira kwishima.

25 Icyo gihe umwana we w'imfura yari mu murima. Arahinguka, ageze hafi y'urugo yumva baririmba, umudiho ari wose.

26 Nuko ahamagara umwe mu bagaragu, amubaza ibyo ari byo.

27 Undi aramusubiza ati 'Ni murumuna wawe wagarutse; none so yabaze ikimasa cy'umushishe, kuko yamubonye ari mutaraga.'

28 Aherako ararakara, yanga kujya mu rugo. Se arasohoka, aramuhendahenda ngo aze.

29 Nuko abwira se ati 'Reba imyaka yose maze ngukorera; nta n'itegeko ryawe na rimwe ndengaho, nyamara ntiwigeze umpa n'agahene ngo ngasangire n'incuti zanjye.

30 None uriya muhungu wawe wagarutse amaze kumarira ibintu byawe mu ndaya, ube ari we ubagishiriza ikimasa cy'umushishe!'

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[31]Nuko se aramusubiza ati 'Mwana wanjye, wowe iteka tuba turi kumwe, kandi ibyanjye byose ni ibyawe.

[32]Ariko byari ngombwa rwose ko dukora umunsi mukuru, tukishima, kuko uriya muvandimwe wawe ureba yari yarapfuye none yazutse, yari yarazimiye none yatahutse!'»

## Luka 16

### Umugani w'umunyabintu w'umuhemu

[1]Nuko akomeza kubwira abigishwa be ati «Habayeho umuntu w'umukungu wari ufite umunyabintu yashinze ibintu bye, maze bamumuregaho ko abipfusha ubusa.

[2]Aramuhamagaza, aramubwira ati 'Ibyo numva bakuvugaho ni ibiki? Murikira ibyanjye kuko kuva ubu utazongera kumbera mu bintu.'

[3]Nuko uwo munyabintu aribaza ati 'Nzabigenza nte ko databuja ankuye mu bintu bye? Guhinga? Sinabishobora. Gusabiriza? Binteye isoni.

[4]Mbonye uko nzabigenza kugira ngo, nimara kuva mu bintu bye, nzabone abanyakira iwabo.'

[5]Nuko ahamagaza abarimo imyenda ya shebuja bose, umwe umwe, maze ahera ku wa mbere aramubaza ati 'Databuja umufitiye umwenda ungana iki?'

[6]Undi aramusubiza ati 'Ibibindi ijana by'amavuta y'imizeti.' Umunyabintu aramubwira ati 'Akira urupapuro rwawe, wicare, wandikeho vuba ko ari mirongo itanu.'

[7]Hanyuma abaza undi ati 'Wowe, se urimo mwenda ki?' Aramusubiza ati 'Imifuka ijana y'ingano.' Aramubwira ati 'Akira urupapuro rwawe, wandikeho ko ari mirongo inani.'

[8]Nuko shebuja atangarira uwo mugaragu w'umuhemu, kuko yamenye kwiteganyiriza. Koko, abana b'iyi si mu mibanire yabo barusha ubwenge abana b'urumuri.»

### Gukoresha amafaranga neza

[9]Reka rero mbabwire: ayo matindi y'amafaranga nimuyashakishe incuti, kugira ngo umunsi mwayabuze izo ncuti zizabakire aho muzibera iteka.

[10]Udahemuka mu bintu byoroheje, ntahemuka no mu bikomeye; naho uhemuka mu bintu byoroheje, ahemuka no mu bikomeye.

[11]None se nimuterekana ko muri indahemuka mu matindi y'amafaranga, ni nde uzabashinga ibifite agaciro k'ukuri?

[12]Niba kandi muterekanye ko muri indahemuka mu bintu bitari ibyanyu,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ibibagenewe muzabihabwa na nde?

13Nta mugaragu ushobora gukorera ba shebuja babiri: azanga umwe akunde undi, cyangwa azibanda kuri umwe asuzugure undi. Ntimushobora gukorera Imana na Bintu.»

14Abafarizayi bikundiraga amafaranga, bumvise ibyo byose baramukwena.

15Yezu arababwira ati «Mukunda kwigira intugane mu maso y'abantu, ariko Imana izi imitima yanyu. Koko icyo abantu baha agaciro, ni cyo kiba kigayitse mu maso y'Imana.

### Inkuru Nziza yuzuza Amategeko

(Mt 11,12–13 ; 5,18)

16Amategeko n'Abahanuzi byabayeho kugeza kuri Yohani; kuva ubwo Ingoma y'Imana iramamazwa, kandi umuntu wese arwanira kuyinjiramo.

17Biroroshye ko ijuru n'isi bishira aho kugira ngo akitso kamwe kave mu Mategeko.

18Umuntu wese usenda umugore we akazana undi, aba asambanye; n'ucyura umugore wasenzwe n'umugabo we, na we aba asambanye.

### Umugani w'umukungu na Lazaro w'umukene

19Habayeho umugabo w'umukungu wambaraga imyambaro myiza y'umuhemba n'iy'imyeru, buri munsi akarya by'agatangaza.

20Hari n'umukene witwaga Lazaro wari waramazwe n'ibisebe, akarambarara ku muryango w'uwo mukungu.

21Yifuzaga gutungwa n'ibyagwaga hasi bivuye ku meza y'uwo mukungu, akabibura; ahubwo imbwa zikaza kurigata ibisebe bye.

22Umukene rero aza gupfa, abamalayika bamushyikiriza Abrahamu; umukungu na we arapfa, baramuhamba.

23Ageze ikuzimu, arahababarira cyane. Ni ko kubura amaso, abonera kure Abrahamu ari kumwe na Lazaro.

24Nuko atera hejuru ati 'Mubyeyi Abrahamu, mbabarira wohereze Lazaro, akoze umutwe w'urutoki rwe mu mazi, maze aze ambobeze ku rurimi, kuko nazahajwe n'uyu muriro.'

25Abrahamu aramusubiza ati 'Mwana wanjye, ibuka ko wakize cyane ukiri ku isi, naho Lazaro akahagirira ibyago. Ubu rero yibereye hano mu byishimo, naho wowe urababara.

26Uretse n'ibyo, hagati yacu namwe hari imanga nini, ituma abashaka kuva hano baza aho batabishobora, namwe kandi ntimushobore kuva aho muri ngo mudusange.'

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

27Umukungu arongera ati ’Mubyeyi, ndagusabye ngo wohereze Lazaro kwa data,

28kuko mpafite abavandimwe batanu; agende ababurire ejo na bo batazaza aha
hantu h’ububabare.’

29Abrahamu aramusubiza ati ’Bafite Musa n’Abahanuzi, nibabumve!’

30Undi ati ’Oya, mubyeyi Abrahamu! Ahubwo umwe mu bapfuye nabasanga,
bazisubiraho.’

31Abrahamu arongera, aramusubiza ati ’Niba batumva Musa n’Abahanuzi, n’aho
hagira uzuka mu bapfuye, ntibyabemeza.’»

## Luka 17

### Yezu aha abigishwa be inyigisho zinyuranye

(Mt 18,6... 22 ; 17,20 ; Mk 9,42)

1Nuko Yezu abwira abigishwa be ati «Kubuza ibigusha abantu mu byaha
ntibishoboka, ariko hagowe umuntu biturukaho!

2Ikiruta kuri we, ni uko bamuhambira urusyo ku ijosi bakamuroha mu nyanja,
ataragira uwo agusha muri aba batoya.

3Murabyitondere! Umuvandimwe wawe nagucumuraho, ubimuhane ukomeje, maze
niyicuza, umubabarire.

4Ndetse nagucumuraho karindwi mu munsi, akakwitwaraho karindwi avuga ati
’Ndabyicujije’, uzamubabarire.»

5Nuko intumwa zibwira Yezu ziti «Twongerere ukwemera.»

6Nyagasani arabasubiza ati «Iyaba mwari mufite ukwemera kungana n’impeke
y’ururo, mwabwiye iki giti cya boberi muti ’Randuka, ujye kwitera mu nyanja’,
kikabumvira.

### Kuba abagaragu biyoroshya

7Ni ko se, ni nde muri mwe wagira umugaragu umuhingira cyangwa akamuragirira
amatungo, yataha akamubwira ati ’Banguka uze ufungure’?

8Ahubwo ntazamubwira ati ’Banza ujye kuntekera, ukenyere umpereze, kugeza
ndangije kurya no kunywa; hanyuma nawe ubone kurya no kunywa’?

9Mbese shebuja yashimira uwo mugaragu we ko yarangije ibyo yari yategetswe?

10Namwe ni uko, nimurangiza gukora icyo mwategetswe cyose, mujye muvuga muti
’Turi abagaragu nk’abandi: twakoze ibyo twari dushinzwe.’»

### Ababembe cumi

11Yezu yari mu rugendo, anyura ku mipaka ya Samariya na Galileya, yerekeza i

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Yeruzalemu.

12Ageze mu rusisiro, ababembe cumi baza bamugana, bahagarara ahitaruye.

13Nuko barangurura ijwi, bati «Yezu, Mwigisha, tubabarire!»

14Ababonye, arababwira ati «Nimujye kwiyereka abaherezabitambo.» Bakiri mu nzira barakira.

15Umwe muri bo, abonye ko yakize, asubira inyuma arangurura ijwi, asingiza Imana.

16Nuko amwikubita imbere, yubitse umutwe ku butaka, aramushimira. Uwo muntu kandi yari Umunyasamariya.

17Yezu araterura aravuga ati «Mbese bose ntibakize uko ari icumi? Abandi icyenda bari hehe?

18Nta wundi wabonetse ngo agaruke gushimira Imana, atari uyu munyamahanga?»

19Nuko aramubwira ati «Haguruka wigendere; ukwemera kwawe kuragukijije.»

### Uko Ingoma y'Imana yamamara

20Abafarizayi baramubaza bati «Ingoma y'Imana izaza gihe ki?» Yezu arabasubiza ati «Ingoma y'Imana ntizaza yigaragaza mu maso y'abantu,

21ngo bagire bati 'Ngiyi, ngiriya.' Ahubwo nimumenye ko Ingoma y'Imana ibarimo.»

### Umunsi w'Umwana w'umuntu

(Mt 24,26–27 ; 24,37–39)

22Yongera kubwira abigishwa be, ati «Hazaza igihe muzifuza kubona nibura umwe mu minsi y'Umwana w'umuntu, ariko ntimuzawubona.

23Bazababwira bati 'Dore nguyu, nguriya.' Ntimuzajyeyo, ntimuzirukireyo.

24Koko rero, nk'uko umurabyo urabiriza mu ruhande rumwe rw'isi, ukabonekera mu rundi, ni ko n'Umwana w'umuntu azaza ku munsi yigeneye.

25Ariko agomba kubanza kubabara cyane, kandi abantu b'iyi ngoma bamwihakane.

26Mbese nk'uko byagenze mu gihe cya Nowa, ni na ko bizamera mu minsi y'Umwana w'umuntu.

27Icyo gihe abantu bararyaga bakanywa, abahungu bararongoraga, abakobwa bakarongorwa, kugeza ubwo Nowa yinjiye mu bwato, maze umwuzure uraza urabatsemba bose.

28Bizamera nk'uko byagenze mu minsi ya Loti. Icyo igihe abantu bararyaga bakanywa, bararanguraga bagacuruza, kandi barahingaga bakubaka;

29ariko umunsi Loti avuye muri Sodoma, Imana igusha umuriro uvanze n'amahindure biturutse ku ijuru, bose irabatsemba.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

30Ni ko bizamera ku munsi Umwana w'umuntu azigaragazaho.

31Kuri uwo munsi, uzaba ari hejuru y'inzu, ntazamanuke ku nzu ye ngo agire icyo avanamo. Kandi uzaba ari mu murima, ntazasubire imuhira.

32Nimwibuke umugore wa Loti!

33Uwihambira ku bugingo bwe, azabubura, naho uzahara ubugingo bwe azabuhorana.

34Ndabibabwiye: muri iryo joro, abantu babiri bazaba bari ku buriri bumwe, umwe azafatwa, undi asigare.

35Abagore babiri bazaba bari hamwe basya, umwe azafatwa, undi asigare.»

(36... )

37Abigishwa ni ko kumubaza bati «Ibyo bizabera hehe, Nyagasani?» Arabasubiza ati «Ahazaba hari intumbi, ni ho inkongoro zizakoranira.»

## Luka 18

### Umugani w'umucamanza n'umupfakazi

1Hanyuma abacira umugani, abumvisha ko ari ngombwa gusenga iteka batarambirwa.

2Nuko aravuga ati «Mu mugi umwe hari umucamanza utatinyaga Imana, ntiyubahe n'abantu.

3Muri uwo mugi hari n'umupfakazi wazaga kumubwira ati 'Nkiranura n'uwo duhora tuburana!'

4Amwirengagiza igihe kirekire. Ageze aho, aribwira ati 'N'ubwo ndatinya Imana bwose, kandi singire uwo nubaha,

5uriya mupfakazi wandembeje ngiye kumucira urubanza rwe rurangire, areke guhora aza kumena umutwe.'»

6Nyagasani arongera ati «Nimwumve ibyo uwo mucamanza mubi avuga.

7Imana se ni Yo yarangarana intore zayo, ntizirengere kandi ziyitakambira amanywa n'ijoro?

8Ndabibabwiye: izabarenganura vuba. Ariko se, igihe Umwana w'umuntu azazira, azasanga hakiri ukwemera ku isi?»

### Umugani w'Umufarizayi n'umusoresha

9Yezu yongera guca uyu mugani, awucira bamwe bibwiraga ko ari intungane, bagasuzugura abandi bose.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Nuko aravuga ati «Abantu babiri bahuriye mu Ngoro baje gusenga. Umwe yari Umufarizayi, undi ari umusoresha.

11Umufarizayi aremarara, asengera mu mutima we avuga ati 'Mana, ndagushimira ko ntameze nk'abandi bantu b'ibisambo, b'abahemu, b'abasambanyi, mbese nk'uriya musoresha!

12Nsiba kurya kabiri mu cyumweru, ngatanga kimwe cya cumi cy'urwunguko rwanjye rwose.'

13Umusoresha we yihagararira kure, atinya no kubura amaso ngo ayerekeze hejuru, maze yikomanga ku gituza avuga ati 'Mana yanjye, mbabarira jyewe w'umunyabyaha!'

14Ndabibabwiye: uwo musoresha yasubiye iwe ari intungane, naho ureke undi! Kuko uwikuza wese azacishwa bugufi, naho uwicisha bugufi akazakuzwa.»

### Yezu n'abana bato

(Mt 19,13–15; Mk 10,13–16)

15Nuko abantu bamuzanira n'abana babo b'ibitambambuga ngo abakoreho, ariko abigishwa babibonye barabakabukira.

16Yezu arabahamagara ati «Nimureke abana bansange, mwibabuza, kuko Ingoma y'Imana ari iy'abameze nka bo.

17Ndababwira ukuri: umuntu wese utazakira Ingoma y'Imana nk'umwana, ntazayinjiramo bibaho.»

### Umunyacyubahiro w'umukungu asanga Yezu

(Mt 19,16–30 ; Mk 10,17–31)

18Nuko haza umunyacyubahiro, abaza Yezu ati «Mwigisha mwiza, nkore iki kugira ngo nzabone ubugingo bw'iteka ho umurage?»

19Yezu aramubwira ati «Kuki unyita mwiza? Nta mwiza ubaho, keretse Imana yonyine.

20Uzi amategeko: *ntuzasambane, ntuzice, ntuzibe, ntuzahamye ibinyoma, urajye wubaha so na nyoko*.»

21Uwo mugabo aramusubiza ati «Ibyo byose nabikurikije kuva nkiri muto.»

22Yezu abyumvise, aramubwira ati «Ubuze ikintu kimwe gusa: gurisha ibyo utunze byose, maze ubigabanye abakene, uzagira ubukire mu ijuru; hanyuma uze unkurikire.»

23We ariko abyumvise arijima, kuko yari atunze ibintu byinshi.

24Yezu abibonye atyo, aravuga ati «Mbega ukuntu kuzinjira mu Ngoma y'Imana biruhije ku bakungu!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

25Byoroheye ingamiya guca mu mwenge w'urushinge kurusha uko byoroheye umukungu kwinjira mu Ngoma y'Imana!»

26Ababyumvise baravuga bati «Ubwo se ni nde ushobora kurokoka?»

27Arabasubiza ati «Ikidashobokera abantu, Imana iragishobora.»

28Nuko Petero aravuga ati «Dore, twebwe twasize ibyacu byose, turagukurikira.»

29Arabasubiza ati «Ndababwira ukuri: ntawe uzaba yarasize urugo rwe, cyangwa umugore we, cyangwa abavandimwe be, cyangwa ababyeyi be, cyangwa abana be, abigirira Ingoma y'Imana,

30ngo abure kwiturwa ibirenzeho muri iki gihe, no mu gihe kizaza akaziturwa ubugingo bw'iteka.»

### Yezu avuga ubwa gatatu ko azapfa akazuka

(Mt 20,17–19 ; Mk 10,32–34)

31Nuko Yezu yihererana ba Cumi na babiri, arababwira ati «Dore tuzamutse tujya i Yeruzalemu, maze ibyanditswe n'abahanuzi byose byerekeye Umwana w'umuntu bizabe.

32Koko bazamugabiza abanyamahanga, akubitwe, ashinyagurirwe, avunderezwe amacandwe;

33kandi nibamara kumukubitisha ibiboko bazamwice, maze ku munsi wa gatatu azazuke.»

34Nyamara bo, birabayobera. Ayo magambo ababera urujijo; ntibumva icyo Yezu yashakaga kuvuga.

### Impumyi yo kuri Yeriko

(Mt 20,29–34 ; Mk 10,46–52)

35Igihe yegereye i Yeriko, hakaba hari impumyi yicaye iruhande rw'inzira, isabiriza.

36Yumvise abantu benshi bahitaga, abaza ibyo ari byo.

37Baramusubiza bati «Ni Yezu w'i Nazareti uhise.»

38Nuko atera hejuru ati «Yezu, Mwana wa Dawudi, mbabarira!»

39Abari imbere baramucyaha ngo naceceke, ariko arushaho kurangurura ijwi, ati «Mwana wa Dawudi, mbabarira!»

40Yezu arahagarara, ategeka ko bamumuzanira. Amugeze iruhande, aramubaza ati

41«Urashaka ko ngukorera iki?» Na we, ati «Nyagasani, mpa kubona!»

42Yezu aramubwira ati «Ngaho bona; ukwemera kwawe kuragukijije!»

43Ako kanya arabona, maze aramukurikira, agenda asingiza Imana. Abantu bose na

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bo babibonye, basingiza Imana.

## Luka 19

### Zakewusi

1Yezu ageze i Yeriko, yahuranya umugi.

2Nuko haza umugabo witwa Zakewusi, yari umutware w'abasoresha, akaba umukungu.

3Agerageza kubona Yezu uwo ari we ariko ntiyabishobora, kubera imbaga y'abantu, kandi akaba yari mugufi.

4Arirukanka, abacaho maze yurira igiti cy'umuvumu, agira ngo abone Yezu wari ugiye kunyura aho.

5Yezu ahageze yubura amaso, aramubwira ati «Zakewusi, manuka vuba kuko ngomba gucumbika iwawe uyu munsi.»

6Nuko amanuka bwangu, amwakirana ibyishimo.

7Ababibonye bose barijujuta, baravuga bati «Yagiye gucumbika ku munyabyaha!»

8Nuko Zakewusi yegera Nyagasani, aramubwira ati «Rwose, Mwigisha, kimwe cya kabiri cy'ibyo ntunze, ngihaye abakene; niba kandi hari uwo nahuguje, ndamusubiza ibye incuro enye.»

9Yezu ni ko kuvuga ati «Uyu munsi umukiro watashye muri iyi nzu, kuko uyu na we ari umwana wa Abrahamu.

10Koko rero, Umwana w'umuntu yazanywe no gushaka no kurokora ibyazimiye.»

### Umugani w'amafeza cumi

(Mt 25,14–30)

11Mu gihe abantu bari bamuteze amatwi, Yezu yongera kubacira umugani, kuko yari ageze hafi ya Yeruzalemu, kandi hakaba hari abibwiraga ko Ingoma y'Imana igiye kwigaragaza ako kanya.

12Nuko aravuga ati «Umuntu w'igikomangoma yagiye mu gihugu cya kure ajyanywe no kwimikwa, byarangira akagaruka.

13Nuko ahamagara icumi mu bagaragu be, abaha ibiceri cumi bya feza, arababwira ati 'Muzabikoreshe neza bizunguke kugeza igihe nzagarukira.'

14Ariko abaturage be baramwangaga, maze bamukurikiza intumwa zo kuvuga ngo 'Ntidushaka ko uriya atubera umwami!'

15Amaze rero kwimikwa, aragaruka, ahamagaza abagaragu yari yarahaye feza ze, kugira ngo amenye icyo buri muntu yungutse.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16Uwa mbere araza, aravuga ati ’Nyagasani, ifeza yawe yungutse izindi cumi.’

17Umwami aramubwira ati ’Ni uko, ni uko, mugaragu mwiza! Kubera ko wabaye inyangamugayo mu bintu bike, uzatwara imigi cumi.’

18N’uwa kabiri araza, ati ’Nyagasani, ifeza yawe yungutse izindi eshanu.’

19N’uwo nguwo umwami aramubwira ati ’Nawe uzatwara imigi itanu.’

20Undi na we araza, ati ’Nyagasani, dore ifeza yawe, nayibitse neza mu gitambaro.

21Koko naragutinye, kuko uri umunyamwaga: utwara ibyo utabitse, ugasarura aho utabibye.’

22Umwami aramusubiza ati ’Amagambo yawe umaze kwivugira ni yo ngiye kukuziza, wa mugaragu mubi we! Wari uzi ko ndi umunyamwaga, ntwara ibyo ntabitse, ngasarura ibyo ntabibye.

23Wabujijwe n’iki gushyira feza yanjye mu isanduku y’ububiko, ngo ningaruka uyimpane n’inyungu yayo?’

24Nuko abwira abari aho, ati ’Nimumwake ifeza ye, maze muyihe uzifite ari icumi.’

25Baramubwira bati ’Nyagasani, ko afite se nyine icumi!’

26Umwami arabasubiza ati ’Ndabibabwiye: ufite wese bazamwongerera, naho ufite ubusa bazamwambura n’utwo yari atunze.

27Naho abanzi banjye banze ko mbabera umwami, nimubazane hano mubicire imbere yanjye.’»

## Yezu yakirwa i Yeruzalemu nk’umwami

(Mt 21,1–17 ; Mk 11,1–10 ; Yh 12,12–16)

28Yezu amaze kuvuga ibyo abarangaza imbere, azamuka agana i Yeruzalemu.

29Nuko agiye kugera i Betifage n’i Betaniya, hafi y’umusozi witwaga uw’Imizeti, yohereza babiri mu bigishwa be.

30Arababwira ati «Nimujye mu ngo ziri imbere yanyu. Nimuhagera, murahasanga icyana cy’indogobe kiziritse, kitigeze kigira uwo giheka. Mukiziture, mukinzanire.

31Nihagira ubabaza ati ’Murakiziturira iki?’ mumusubize muti ’Nyagasani aragikeneye.’»

32Intumwa ziragenda, zisanga bimeze uko Yezu yabibabwiye.

33Igihe bakikizitura, ba nyiracyo barababaza bati «Icyo cyana cy’indogobe murakiziturira iki?»

34Baravuga bati «Nyagasani aragikeneye.»

35Nuko bakizanira Yezu. Bagereka ibishura byabo kuri cya cyana cy’indogobe, maze

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bicazaho Yezu.

36Uko yagendaga, ni ko baramburaga imyambaro yabo mu nzira.

37Ageze ahamanuka ku musozi w'Imizeti, abigishwa bose basagwa n'ibyishimo, batangira gusingiza Imana mu ijwi riranguruye kubera ibitangaza byose babonye.

38Nuko batera hejuru bati «Nahabwe impundu Umwami uje mu izina rya Nyagasani ! Amahoro mu ijuru, n'ikuzo mu bushorishori bwaryo!»

39Bamwe mu Bafarizayi bari muri rubanda, baravuga bati «Mwigisha, cecekesha abigishwa bawe!»

40Yezu arabasubiza ati «Ndabibabwiye: n'iyo aba baceceka, amabuye yo yasakuza!»

### Yezu aririra Yeruzalemu

41Amaze kwegera umugi no kuwitegereza, arawuririra,

42avuga ati «Ubonye uyu munsi iyo ugera waramenye icyaguhesha amahoro! Noneho rero byarakwihishe.

43N'iminsi iragusatiriye, maze abanzi bawe bazakugote, bagutangatange, bakwagirize impande zose.

44Bazakurimburana n'abana bawe bazaba bakurimo, kandi ntibazagusigira n'ibuye rigeretse ku rindi, kuko utamenye igihe Imana yakugendereyeho.»

### Yezu yirukana abacuruzi mu Ngoro y'Imana
(Mt 21,12–13 ; Mk 11,15–19 ; Yh 2,13–16)

45Hanyuma Yezu yinjira mu Ngoro y'Imana, atangira kuyirukanamo abacuruzi.

46Arababwira ati «Haranditswe ngo: *Inzu yanjye izaba inzu yo gusengeramo; naho mwebwe mwayigize ubuvumo bw'abambuzi*.»

47Buri munsi yigishirizaga mu Ngoro y'Imana. Abatware b'abaherezabitambo n'abigishamategeko, kimwe n'abakuru b'umuryango, bashaka ukuntu bamwicisha.

48Nyamara ntibabona aho bamuturuka, kuko rubanda rwose bari bamuteze amatwi, bitaye cyane ku byo yavugaga.

## Luka 20

### Abategetsi babaza Yezu inkomoko y'ububasha bwe
(Mt 21,23–27 ; Mk 11,27–33)

1Umunsi umwe, Yezu yigishirizaga abantu mu Ngoro, yamamaza Inkuru Nziza. Haza abatware b'abaherezabitambo n'abigishamategeko, hamwe n'abakuru b'umuryango.

2Baramubaza bati «Tubwire: ibyo ubikoresha bubasha ki? Ni nde waguhaye ubwo bubasha?»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Yezu araba subiza ati «Reka nanjye ngire icyo mbabaza. Ngaho nimumbwire:

4batisimu ya Yohani yaturutse mu ijuru, cyangwa ku bantu?»

5Naho bo baribwira bati «Nituvuga ko yaturutse mu ijuru, aratubwira ati

’Mwabujijwe n’iki kumwemera?’

6Nituramuka tuvuze ko yaturutse ku bantu, rubanda rwose baradutera amabuye kuko bemera ko Yohani ari umuhanuzi.»

7Nuko basubiza ko batazi aho ituruka.

8Yezu na we arababwira ati «Nanjye rero simbabwira aho nkura ububasha bwo gukora ibyo mubona.»

### Umugani w’abanyamizabibu b’abahotozi

(Mt 21,33–46 ; Mk 12,1–12)

9Yezu abwira rubanda uyu mugani, ati «Umuntu yateye imizabibu mu murima we, awatira abahinzi, maze yigira mu rugendo ruzamara igihe.

10Igihe cy’isarura kigeze, yohereza umugaragu kuri ba bahinzi, kugira ngo bamumuhere ku mbuto z’imizabibu. Ariko abo bahinzi baramuhondagura, bamwohereza amara masa.

11Arongera abatumaho undi mugaragu; uwo na we baramuhondagura, baramutukagura, maze bamwohereza amara masa.

12Arongera yohereza uwa gatatu; we baramukomeretsa, kandi baramwirukana.

13Nuko nyir’imizabibu aribwira ati ’Ndabigenza nte? Ngiye kohereza noneho umwana wanjye nkunda; ahari we nta cyo bazamutwara.’

14Ariko abahinzi bamubonye barabwirana bati ’Dore uzamuzungura; nimuze tumwice, maze tuzazungure ibye.’

15Nuko bamaze kumujugunya inyuma y’umurima w’imizabibu baramwica. Mbese murabona nyir’imizabibu azabagenza ate?

16Azaza arimbure abo bahinzi, maze imizabibu ayishinge abandi.» Rubanda babyumvise, baravuga bati «Ibyo ntibikabe!»

17Nuko Yezu abahanga amaso, arababaza ati «Ibyanditswe ngo *’Ibuye ryajugunywe n’abubatsi ryabaye insanganyarukuta’* bivuga iki?

18Umuntu wese uzagwira iryo buye azamenagurika; n’uwo rizagwira rizamujanjagura.»

19Abigishamategeko n’abatware b’abaherezabitambo bashaka uko bahita bamufata ako kanya, ariko batinya rubanda. Bari bumvise neza ko ari bo yavugaga muri uwo mugani.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Umusoro wa Kayizari
(Mt 22,15–22 ; Mk 12,13–17)

20Nuko batangira kumugenzura, maze bamwoherezaho ingenza, ziriyoberanya zigira nk'intungane, kugira ngo zimufatire mu magambo ye, maze bamugabize abategetsi n'umutware mukuru w'igihugu.

21Baraza baramubaza bati «Mwigisha, tuzi ko uvuga ukuri kandi ukakwigisha; byongeye kandi nta we ubera, ahubwo wigisha inzira y'Imana mu kuri.

22Ese twemerewe guha Kayizari umusoro, cyangwa si byo?»

23Ariko Yezu kuko yari azi uburyarya bwabo, arababwira ati

24«Nimunyereke igiceri. Iri shusho n'iri zina biriho ni ibya nde?» Baramusubiza bati «Ni ibya Kayizari.»

25Nuko Yezu arababwira ati «Ibya Kayizari mubisubize Kayizari, n'iby'Imana mubisubize Imana!»

26Nuko babura uko bamufatira mu magambo imbere ya rubanda, baraceceka, basigara batangazwa n'amagambo yabashubije.

## Ikibazo cyerekeye izuka ry'abapfuye
(Mt 22,23–33 ; Mk 12,18–27)

27Nuko Abasaduseyi bamwe baramwegera, ba bandi bavuga ko kuzuka bitabaho.

28Baramubaza bati «Mwigisha, dore Musa yatwandikiye iri tegeko ngo

'Umuntu napfa asize umugore batabyaranye, umuvandimwe we agomba gucyura uwo mugore, kugira ngo acikure nyakwigendera.

29Habayeho rero abavandimwe barindwi; uwa mbere ashaka umugore maze apfa batabyaranye.

30Uwa kabiri aramucyura,

31n'uwa gatatu aramucyura kimwe n'abandi. Bose uko ari barindwi bapfa badasize abana.

32Hanyuma wa mugore na we arapfa.

33Ubwo se, igihe cy'izuka uwo mugore azaba uwa nde muri abo, ko bose bamutunze uko ari barindwi?»

34Yezu arabasubiza ati «Ab'iyi ngoma ni bo bagira abagore cyangwa abagabo.

35Naho abo Imana izasanga bakwiye kugira uruhare ku bugingo buzaza no kuzuka mu bapfuye, bo ntibazagira abagore cyangwa abagabo.

36Ntibazaba bagipfuye ukundi, kuko bazaba bameze nk'abamalayika; babaye abana b'Imana koko babikesha ukuzuka.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

37Naho iby'izuka ry'abapfuye, Musa na we yabitwumvishije igihe yari yibereye imbere y'igihuru kigurumana, akita Nyagasani ngo *'Imana ya Abrahamu, Imana ya Izaki, n'Imana ya Yakobo.'*

38Nta bwo rero ari Imana y'abapfuye, ahubwo ni iy'abazima. Koko bose ni Yo babereyeho.»

39Abigishamategeko bamwe baramubwira bati «Mwigisha, uvuze neza.»

40Nuko baherukira aho ntibatinyuka kugira ikindi bamubaza.

### Kristu asumba Dawudi
(Mt 22,41–45 ; Mk 12,35–37)

41Yezu na we arababaza ati «Bashobora bate kuvuga ko Kristu ari mwene Dawudi?

42Kandi Dawudi ubwe mu gitabo cya Zaburiyaravuze ati *'Nyagasani yabwiye Umutegetsi wanjye, ati: Icara iburyo bwanjye,*

43*kugeza igihe abanzi bawe mbahindura imisego y'ibirenge byawe.'*

44Uwo rero Dawudi yita Umutegetsi we, yaba umwana we ate?»

### Yezu aburira rubanda ngo birinde abigishamategeko
(Mk 12,37–40)

45Nuko abwira abigishwa be, rubanda rwose rwumva, ati

46«Murajye mwirinda abigishamategeko, bakunda gutembera bambaye amakanzu maremare, no kuramukirizwa mu materaniro; bakunda kandi guhabwa intebe z'icyubahiro mu masengero, n'imyanya y'imbere aho batumiwe.

47Icyabo ni ukurya ingo z'abapfakazi, maze bakiha kuvuga amasengesho y'urudaca. Abo bazacirwa urubanza rukaze kurusha abandi!»

## Luka 21

### Ituro ry'umupfakazi w'umukene
(Mk 12,41–44)

1Nuko Yezu yubura amaso, abona abakungu bashyiraga imfashanyo zabo mu bubiko bw'amaturo.

2Abona n'umupfakazi w'umukene ashyiramo uduceri tubiri.

3Nuko aravuga ati «Ndababwira ukuri: uriya mupfakazi w'umukene yarushije abandi gutura.

4Kuko bariya bose bashyizemo amaturo avuye mu by'ikirenga, naho we yashyizemo ibyari bimutunze byose mu bukene bwe.»

### Yezu ahanura ko Ingoro izasenywa
(Mt 24,1–2 ; Mk 13,1–2)

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Kubera ko bamwe baratagaga uko Ingoro y'Imana itatse amabuye meza n'ibintu by'agaciro bari batuye, Yezu arababwira ati

6«Mu byo mureba byose hazaza igihe hatazagira ibuye risigara rigeretse ku rindi, byose bizasenywa.»

7Baramubaza bati «Mwigisha, ibyo bizaba ryari, kandi ikimenyetso cy'uko bigiye kuba kizaba ikihe?»

### Ibimenyetso bizabanziriza ayo makuba

(Mt 24,4–14 ; Mk 13,5–13)

8Nuko Yezu arabasubiza ati «Muramenye ntihazagire ubayobya! Kuko hazaduka benshi bitwaje izina ryanjye, bavuga ngo 'Ni jyewe Kristu!' kandi ngo 'Igihe kiregereje!' Ntimuzabakurikire!

9Nimwumva bavuga intambara n'imidugararo, ntimuzakuke umutima. Ibyo bigomba kuba, ariko ntibizaba ari byo herezo.»

10Arongera arababwira ati «Igihugu kizahagurukira ikindi, ingoma ishyamirane n'indi.

11Hazaba imitingito y'isi ikomeye, ahandi hatere ibyorezo n'inzara. Hazaba ibintu biteye ubwoba, n'ibimenyetso bikomeye biturutse ku ijuru.

12Ariko mbere y'ibyo byose, bazabafata, babatoteze, babace mu masengero, babarohe mu buroko; bazabajyana imbere y'abami n'abatware, babaziza izina ryanjye.

13Ibyo bizatuma mumbera abagabo.

14Muzirinde guhagarika umutima mwibaza uko muziregura,

15kuko ubwanjye nzabaha imvugo n'ubuhanga abanzi banyu batazashobora kurwanya cyangwa kuvuguruza.

16Ndetse muzatangwa n'ababyeyi, n'abo muva inda imwe, na bene wanyu, n'incuti zanyu, bazicisha benshi muri mwe,

17kandi muzangwa na bose muzira izina ryanjye.

18Nyamara mumenye ko nta gasatsi na kamwe ko ku mutwe wanyu kazagira icyo kaba.

19Mu bwiyumanganye bwanyu ni ho muzarokora ubuzima bwanyu!

### Amagorwa ya Yeruzalemu

(Mt 24,15–21 ; Mk 13,14–19)

20Nuko rero nimubona Yeruzalemu ikikijwe n'ingabo, muzamenye ko isenywa ryayo ryegereje.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

21Icyo gihe, abazaba bari muri Yudeya bazahungire mu misozi, abazaba bari mu mugi imbere bazawuvemo, n'abazaba bari ku gasozi ntibazawugarukemo.

22Kuko izaba ari iminsi y'igihano, maze ibyanditswe byose bizuzuzwe.

23Hagowe abazaba batwite n'abazaba bonsa muri iyo minsi, kuko hazaba amakuba akomeye mu gihugu, n'uburakari bukaze kuri uyu muryango.

24Bazicishwa ubugi bw'inkota, babajyane bunyago mu mahanga yose, kandi Yeruzalemu izaribatwa n'abanyamahanga, kugeza ubwo igihe cyagenewe abanyamahanga kizaba kirangiye.

## Amaza y'Umwana w'umuntu

(Mt 24,29–31 ; Mk 13,24–27)

25Hazaba n'ibimenyetso mu zuba, mu kwezi, no mu nyenyeri, naho ku isi amahanga azakuka umutima kubera urusaku rw'inyanja n'imivumba yayo.

26Abantu bazicwa n'ubwoba, bahagarike imitima bitewe n'amakuba azaba yadutse mu nsi, kuko ibikomeye byo mu ijuru bizahungabana.

27Ni bwo rero bazabona Umwana w'umuntu aje mu bicu afite ububasha n'ikuzo ryinshi.

28Ibyo byose nibitangira kuba, muzubure umutwe mukomere kuko uburokorwe bwanyu buzaba bwegereje.»

## Ikizabamenyesha ko Ingoma y'Imana yegereje

(Mt 24,32–35 ; Mk 13,28–31)

29Nuko abacira umugani ati «Nimwitegereze umutini n'ibindi biti.

30Iyo birabije, mumenya ko igihe cy'imbuto cyegereje.

31Namwe rero nimubona ibyo bibaye, muzamenye ko Ingoma y'Imana yegereje.

32Ndababwira ukuri: iki gisekuru ntikizashira ibyo byose bitabaye.

33Ijuru n'isi bizashira, ariko amagambo yanjye ntazashira.

## Murabe maso

34Mwitonde rero, hato imitima yanyu itazatwarwa n'ubusambo, n'isindwe, n'uducogocogo tw'ubuzima, maze uwo munsi ukazabagwa gitumo.

35Kuko uzatungura abatuye ku isi bose, nk'uko umutego ufata inyamaswa.

36Mube maso kandi musenge igihe cyose, kugira ngo muzabone intege zo guhunga ibyo bintu byose bizaza, no kugira ngo muzashobore gutunguka mu maso y'Umwana w'umuntu.»

## Yezu yigishiriza ubwa nyuma mu Ngoro

37Ku manywa Yezu yigishirizaga mu Ngoro, ariko nijoro akajya kurara ku musozi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

w'Imizeti.

38Nuko mu gitondo cya kare, abantu bose bakamusanga mu Ngoro, kugira ngo bamwumve.

## Luka 22

### Yezu bamugambanira
(Mt 26,1... 16 ; Mk 14,1... 11)

1Umunsi mukuru wo kurya imigati idasembuye, witwa Pasika, wari wegereje.

2Nuko abatware b'abaherezabitambo n'abigishamategeko bashakaga aho bamuturuka ngo bamwice, ariko bagatinya rubanda.

3Nuko Sekibi itaha muri Yuda Isikariyoti, umwe muri ba Cumi na babiri.

4Aragenda ajya kubonana n'abatware b'abaherezabitambo n'abakuru b'abarinzi b'Ingoro, ngo barebere hamwe uko yamubagabiza.

5Ngo babyumve barishima, maze bamusezeranya kuzamuha ikiguzi.

6Aremera, asigara ashaka uko yamutanga, rubanda batabizi.

### Itegura rya Pasika
(Mt 26,17–19 ; Mk 14,12–16)

7Nuko umunsi mukuru w'imigati idasembuye, ari na wo bagombaga kubagaho intama za Pasika, uragera.

8Yezu atuma Petero na Yohani, arababwira ati «Nimujye kudutegurira Pasika kugira ngo tuyirye.»

9Baramubaza bati «Urashaka ko tujya kuyitegurira hehe?»

10Arabasubiza ati «Mukigera mu murwa, murahura n'umuntu wikoreye ikibindi cy'amazi. Mumukurikire mu nzu ari bwinjiremo,

11maze mubwire nyir'urugo, muti 'Umwigisha aravuze ngo: Icyumba cyanjye nza kuriramo Pasika hamwe n'abigishwa banjye kiri hehe?'

12Ari bubereke mu nzu yo hejuru icyumba kigari, gishashe neza; abe ari ho mutegura.»

13Nuko baragenda, maze basanga byose bimeze uko yabibabwiye, bategura Pasika.

### Yezu arema Ukaristiya
(Mt 26,26–29 ; Mk 14,22–25)

14Igihe kigeze, ajya ku meza hamwe n'intumwa ze,

15maze arazibwira ati «Nifuje cyane gusangira namwe iyi Pasika, ntarababara.

16Ndabibabwiye: nta bwo nzongera kuyirya, itaruzurizwa mu Ngoma y'Imana.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17Nuko yakira inkongoro ya divayi bamuhereje, ashimira Imana maze arababwira ati «Nimwakire musangire.

18Koko ndabibabwiye: sinzongera kunywa ukundi ku mbuto y'imizabibu, kugeza igihe Ingoma y'Imana izaba yaje.»

19Hanyuma afata n'umugati, ashimira Imana, arawumanyura, awubahereza avuga ati «Iki ni umubiri wanjye ubatangiwe; mujye mubikora namwe bibe urwibutso rwanjye.»

20Barangije kurya, n'inkongoro ayigenzereza atyo, avuga ati «Iyi ni inkongoro y'Isezerano rishya, rishingiye ku maraso yanjye abamenewe.

### Yezu amenyesha ubugambanyi bwa Yuda

(Mt 26,20–25 ; Mk 14,17–21)

21Nyamara ugiye kungambanira turiho turasangira.

22Koko, Umwana w'umuntu aragiye, nk'uko byagenwe; ariko hagowe umuntu umutanze!»

23Ubwo batangira kubazanya ugiye gukora ibyo uwo ari we.

### Uruta abandi ni uwuhe?

(Mt 20,24–27 ; Mk 10,42–44)

24Nuko batangira kujya impaka ngo: umukuru muri bo yaba nde?

25Arababwira ati «Abami batwara amahanga bayategeka uko bishakiye, n'abandi bayafiteho ubutegetsi bagakunda ko babita abagiraneza.

26Kuri mwe rero, si ko bimeze. Ahubwo umukuru muri mwe nagenze nk'aho ari we muto, kandi umutware ahinduke umugaragu.

27Ni ko se, umukuru ni uwuhe: uri ku meza, cyangwa ni uhereza? Si uwo se uri ku meza? Jyewe rero, ndi hagati yanyu nk'umuhereza!

### Igihembo cyasezeranyijwe intumwa

28Mwebwe, muri abankomeyeho mu bigeragezo nagize.

29Nanjye nabageneye Ingoma nk'uko Data yayingeneye,

30kugira ngo muzarire kandi muzanywere ku meza yanjye mu Ngoma yanjye; kandi muzicare ku ntebe z'ubutware, mucire imanza imiryango cumi n'ibiri ya Israheli.»

### Yezu abwira Petero ko ari bumwihakane

(Mt 26,33–34; Mk 14,29–30)

31Nuko Yezu aravuga ati «Simoni, Simoni! Dore Sekibi yabasabye ngo abashungure nk'ingano,

32ariko nagusabiye kugira ngo ukwemera kwawe kudatezuka. Nawe rero, numara

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kwisubiraho, uzakomeze abavandimwe bawe.»

33Aramusubiza ati «Mwigisha, niteguye kujyana nawe, badufunga cyangwa batwica!»

34Ariko we aramubwira ati «Yewe Petero, nkubwire: uyu munsi, isake ntiri bubike utaranyihakana gatatu ngo ntunzi.»

### Kwitegura ibigiye kuba

35Hanyuma arababwira ati «Igihe mbohereje nta gasaho k'ibiceri, nta mufuka, nta n'inkweto, ese hari icyo mwabuze?» Baramusubiza bati «Nta cyo.»

36Arababwira ati «Ubu noneho, ufite agasaho k'ibiceri nakajyane; n'ufite umufuka abigenze atyo; n'udafite inkota nagurishe igishura cye, maze ayigure.

37Koko ndabibabwiye: ni ngombwa ko Ibyanditswe binyuzurizwaho ngo 'Yabariwe mu bagome.' Koko rero ibinyerekeyeho bigiye kurangira.»

38Baramubwira bati «Mwigisha, dore hano hari inkota ebyiri.» Arabasubiza ati «Birahagije!»

### Yezu asengera ku musozi w'Imizeti

(Mt 26,36–41 ; Mk 14,32–38)

39Arasohoka, ajya ku musozi w'Imizeti nk'uko yari asanzwe abigenza, n'abigishwa baramukurikira.

40Amaze kuhagera, arababwira ati «Nimwambaze, kugira ngo mutagwa mu bishuko.»

41Nuko arabitarura ajya ahareshya n'aho umuntu yatera ibuye; arapfukama, asenga agira ati

42«Dawe, ubishatse wakwigizayo iyi nkongoro! Ariko ntibibe uko nshaka, ahubwo bibe uko ubishaka.»

43Nuko umumalayika wo mu ijuru aramubonekera, aramukomeza.

44Asambishwa n'agahinda, nyamara arushaho gusenga, abira ibyuya by'amaraso byatonyangiraga hasi.

45Amaze kwambaza arahaguruka, asanga abigishwa be basinzirijwe n'agahinda.

46Arababwira ati «Koko mwasinziriye? Nimuhaguruke maze mwambaze kugira ngo mutagwa mu bishuko!»

### Yezu afatwa

(Mt 26,47–55 ; Mk 14,43–49)

47Akivuga ibyo, hatunguka igitero cy'abantu babanjirijwe n'uwitwa Yuda, umwe muri ba Cumi na babiri. Yegera Yezu kugira ngo amuhobere.

48Yezu aramubwira ati «Yuda, ni koko utanze Umwana w'umuntu umusoma?»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

49Abari bakikije Yezu, babonye ibigiye kuba, baramubwira bati «Mwigisha, turwanishe inkota se?»

50Nuko umwe muri bo ayikubita umugaragu w'umuherezabitambo mukuru, amuca ugutwi kw'iburyo.

51Ariko Yezu arababwira ati «Nimusigeho!» Aherako amukora ku gutwi, aramukiza.

52Hanyuma Yezu abwira abari bamuteye, ari bo batware b'abaherezabitambo, n'abakuru b'abarinzi b'Ingoro, n'abakuru b'umuryango, ati «Mwanteye mufite inkota n'ibibando nk'aho ndi igisambo.

53Nyamara buri munsi nari kumwe namwe mu Ngoro, ntimwagira icyo munkoraho. Ariko ubu ni igihe cyanyu, cyo kwisunga umwijima.»

### Petero yihakana Yezu
(Mt 26,69–75 ; Mk 14,66–72 ; Yh 18,15... 27)

54Yezu bamufata ubwo, baramujyana bamwinjiza mu nzu y'umuherezabitambo mukuru. Naho Petero abakurikirira kure.

55Bari bacanye umuriro mu gikari, barawukikiza barota, Petero na we akaba yari yicaranye na bo.

56Nuko umuja amubonye yicaye ku ikome, aramwitegereza maze aravuga ati «N'uyu yari kumwe na we!»

57Ariko Petero ahakana, avuga ati «Wa mugore we, uwo muntu nta bwo muzi.»

58Hashize akanya undi amubonye, ati «Nawe, uri umwe muri bo!» Petero ati «Wa mugabo we, nta bwo ndi uwo muri bo.»

59Hashize nk'isaha, undi yemeza akomeje ati «Ni ukuri: n'uyu yari kumwe na we, ndetse ni n'Umunyagalileya!»

60Petero ati «Wa mugabo we, sinzi ibyo uvuga.» Muri ako kanya akivuga ibyo, isake irabika.

61Nuko Nyagasani arakebuka, yitegereza Petero, maze Petero yibuka rya jambo Nyagasani yari yamubwiye ati «Uyu munsi, isake itarabika uraba wanyihakanye gatatu.»

62Nuko Petero asohoka arirana ishavu.

### Ibitutsi n'agashinyaguro
(Mt 26,67–68 ; Mk 14,65)

63Ubwo abantu barindaga Yezu bamujyaho baramushinyagurira, bakanamukubita.

64Bari bamupfutse mu maso, nuko bakamubaza bati «Ngaho fora: ni nde ugukubise?»

65Maze bamuhunda n'ibindi bitutsi byinshi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Yezu imbere y'inama nkuru
(Mt 26,57–66 ; Mk 14,53–64)

66 Bumaze gucya, inama y'abakuru b'umuryango n'abatware b'abaherezabitambo n'abigishamategeko iraterana, maze bahamagaza Yezu mu rukiko rwabo.

67 Baravuga bati «Niba uri Kristu, bitubwire!» Arabasubiza ati «Nimbibabwira ntimubyemera,

68 kandi nimbababaza ntimunsubiza.

69 Ariko guhera ubu, Umwana w'umuntu agiye kwicara iburyo bw'Imana Nyir'ububasha.»

70 Nuko bose baravuga bati «Rero uri Umwana w'Imana!» Arabasubiza ati «Murabyivugiye: ndi we.»

71 Batera hejuru bati «Abagabo bandi ni ab'iki? Ubwacu turamwiyumviye!»

## Luka 23

### Yezu imbere ya Pilato
(Mt 27,11–14 ; Mk 15,1–5)

1 Hanyuma ikoraniro ryose rirahaguruka, bamujyana kwa Pilato.

2 Batangira kumurega bavuga bati «Twasanze uyu mugabo agandisha igihugu cyacu, akabuza gutanga umusoro wa Kayizari kandi akiyita Kristu Umwami.»

3 Pilato aramubaza ati «Koko, uri umwami w'Abayahudi?» Aramusubiza ati «Urabyivugiye!»

4 Pilato abwira abatware b'abaherezabitambo na rubanda, ati «Nta cyaha nsanganye uyu muntu cyatuma ahanwa.»

5 Bo rero bahatiriza bavuga bati «Agomesha abantu, ari na ko yigisha muri Yudeya yose, yatangiriye mu Galileya none ageze ino.»

6 Pilato abyumvise, abaza niba uwo muntu ari Umunyagalileya.

### Yezu imbere ya Herodi

7 Amaze kumenya yuko atwarwa na Herodi, amwoherereza Herodi wari i Yeruzalemu muri iyo minsi.

8 Herodi abonye Yezu, arishima cyane kuko yahoraga yifuza kumubona, kubera ibyo yamwumvagaho. Ndetse yizeraga kumubona akora igitangaza.

9 Amubaza ibibazo byinshi, ariko Yezu ntiyagira icyo amusubiza.

10 Abatware b'abaherezabitambo n'abigishamategeko bari aho bamurega byinshi.

11 Nuko Herodi, afatanyije n'abasirikare be, aramushinyagurira cyane, amuhindura

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

urw'amenyo, hanyuma amwambika umwenda urabagirana, amusubiza atyo kwa Pilato.

12Herodi na Pilato bahera ubwo baruzura, kandi mbere hose baziranaga.

### Pilato acira Yezu urubanza rwo gupfa

(Mt 27,15–26 ; Mk 15,6–15 ; Yh 18,38—19.16)

13Nuko Pilato akoranya abatware b'abaherezabitambo, abakuru b'umuryango na rubanda.

14Arababwira ati «Mwanzaniye uyu muntu muvuga ko agandisha rubanda. Namubarije imbere yanyu, sinagira icyaha musangana mu byo mumurega.

15Na Herodi ni uko, dore nguyu yamutugaruriye. Uyu muntu nta cyo yakoze gikwiye kumwicisha.

16Rero ndamuhana, ubundi mureke agende.»

(17... )

18Ariko bo basakuriza icyarimwe, bati «Uwo nguwo napfe! Uturekurire Barabasi!»

19Barabasi uwo akaba yari afungiwe imidugararo yadutse mu mugi no kuba yarishe umuntu.

20Nuko Pilato wifuzaga kurekura Yezu, yongera kubabwira kwa kundi.

21Ariko barushaho gusakuza bati «Mubambe, mubambe ku musaraba!»

22Pilato yongera kubabwira ubwa gatatu, ati «Ikibi uyu muntu yakoze ni ikihe? Nta cyo namusanganye gikwiye kumwicisha. Rero ndamuhana, ubundi mureke agende.»

23Ariko bo barushaho gusakabaka, bamusaba ngo abambwe, maze urusaku rwabo rurushaho kwiyongera.

24Nuko Pilato yemeza ko icyo bashegeye gikorwa.

25Abarekurira uwo basabaga, wari warafungiwe guteza imidugararo no kwica umuntu; naho Yezu aramubagabiza.

### Inzira y'umusaraba

(Mt 27,32 ; Mk 15,21)

26Igihe bamushoreye, baza gufatirana uwitwa Simoni w'i Sireni, wiviraga mu mirima ye; bamuhekesha umusaraba, agenda inyuma ya Yezu awumutwaje.

27Yezu yari akurikiwe n'imbaga nyamwinshi y'abantu, barimo abagore baborogaga bamuririra.

28Bigeze aho Yezu arabakebuka maze arababwira ati «Bakobwa b'i Yeruzalemu, mwindirira ahubwo nimwiririre mwe n'abana banyu!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

29Dore hagiye kuza igihe bazavuga bati 'Hahirwa ingumba n'inda zitabyaye, n'amabere atonkeje.'

30Icyo gihe bazinginga imisozi ngo 'Nimuturidukireho' n'utununga ngo 'Nimudutwikire.'

31None se niba bagiriye batya igiti kibisi, icyumye bazakigenzereza bate?»

32Bari bashoreye n'abandi babiri b'abagiranabi, bagira ngo babicire hamwe na we.

### Ibambwa rya Yezu

(Mt 27,33–34 ; Mk 15,22–32)

33Nuko bageze ahantu hitwa ku Kibihanga, barahamubamba hamwe na ba bagiranabi, umwe iburyo undi ibumoso.

34Nuko Yezu yambaza avuga ati «Dawe, bababarire, kuko batazi icyo bakora.» Hanyuma bigabanya imyambaro ye, bayikoreyeho ubufindo.

35Rubanda baguma aho bamurebera, abatware bo bakamunnyega bavuga bati «Yakijije abandi, ngaho na we niyikize, niba ari Kristu Intore y'Imana!»

36Abasirikare na bo bakamukwena, maze baramwegera bamuhereza divayi irura,

37bavuga bati «Niba uri umwami w'Abayahudi, ngaho ikize ubwawe!»

38Hejuru ye hari handitse itangazo ngo «Uyu ni umwami w'Abayahudi.»

39Umwe mu bagiranabi bari babambanywe na we yaramutukaga, avuga ati «Harya si wowe Kristu? Ngaho ikize ubwawe, natwe udukize!»

40Ariko mugenzi we amucyaha avuga ati «Mbese ntutinya Imana, wowe waciriwe rumwe na we!

41Twebwe turazira ukuri, turaryozwa ibibi twakoze; naho we nta kibi yakoze.»

42Arongera ati «Yezu, uranyibuke, igihe uzazira kwima Ingoma yawe.»

43Yezu ni ko kumusubiza ati «Ndakubwira ukuri: uyu munsi uraba uri kumwe nanjye mu ihirwe ry'Imana.»

### Urupfu rwa Yezu

(Mt 27,45–56 ; Mk 15,33–41)

44Hari nko ku isaha ya gatandatu, maze ku isi yose hacura umwijima, izuba rirazima bigeza ku isaha ya cyenda.

45Umubambiko wo mu Ngoro utanyukamo kabiri.

46Nuko Yezu arangurura ijwi ati «Dawe, nshyize ubuzima bwanjye mu maboko yawe.» Amaze kuvuga atyo araca.

47Umutware w'abasirikare abonye ibyo bibaye, asingiza Imana avuga, ati «Koko

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

uriya muntu yari intungane.»

48Abantu bose bari bahururiye kureba ibyabaye, babonye ibimaze kuba, bikubura bataha bikubita ku gituza.

49Abamenyi ba Yezu bose bari bahagaze ahitaruye, hamwe na ba bagore bari baturutse mu Galileya bamuherekeje, bakomeza kubyitegereza.

### Ihambwa rya Yezu

(Mt 27,57–61 ; Mk 15,42–47)

50Nuko hagoboka umugabo witwa Yozefu, umwe mu bagize Inama Nkuru, akaba umuntu w'imico myiza kandi w'intungane.

51We ntiyari yemeye imigambi mibi ya bagenzi be n'ibyo bari barakoze. Yakomokaga ahitwa Arimatiya, umugi wo muri Yudeya, kandi akaba yari ategereje kubona Ingoma y'Imana.

52Nuko asanga Pilato, amusaba umurambo wa Yezu.

53Awumanura ku musaraba, awuzingiraho umwenda, maze awushyingura mu mva yari yacukuwe mu rutare, itigeze igira uyihambwamo.

54Wari umunsi w'umwiteguro wabanzirizaga isabato.

55Abagore bari bavanye na Yezu mu Galileya, bakurikira Yozefu; bitegereza imva n'ukuntu bari bashyizemo umurambo we.

56Nuko barataha bajya gutegura imibavu n'ibindi bihumura. Maze ku isabato bararuhuka nk'uko byari bitegetswe.

## Luka 24

### Imva irimo ubusa; Ubutumwa bw'umumalayika

(Mt 28,1–8 ; Mk 16,1–8 ; Yh 20,1–2)

1Ku wa mbere ukurikira isabato, mu museso wa kare, abagore bajya ku mva bajyanye imibavu bari bateguye.

2Basanga ibuye ryakingaga imva rihirikiye ku ruhande.

3Ariko binjiye, ntibabona umurambo wa Nyagasani Yezu.

4Barumirwa, bayoberwa ibyo ari byo; nuko abagabo babiri babahagarara imbere, bambaye imyenda ibengerana.

5Abo bagore bashya ubwoba bubika amaso; ba bagabo ni ko kubabwira bati «Ni kuki mushakira umuzima mu bapfuye?

6Ntari hano, ahubwo yazutse. Nimwibuke uko yababwiye akiri mu Galileya,

7ngo 'Umwana w'umuntu agomba kugabizwa amaboko y'abanyabyaha, akabambwa


© 2012, Bible Society of Rwanda.

kandi akazuka ku munsi wa gatatu.’»

8Nuko abagore bibuka ayo magambo ye.

## Intumwa zanga kwemera ibyo abagore bazibwiye

(Mt 28,10 ; Mk 16,10–11 ; Yh 20,3–10)

9Bavuye ku mva, bajya kubitekerereza ba Cumi n’umwe n’abandi bose.

10Hari Mariya Madalena, na Yohana, na Mariya nyina wa Yakobo. N’abandi bagore bari kumwe na bo, ni ko babwiraga intumwa.

11Ariko amagambo yabo bayita uburondogozi, ntibabemera.

12Nyamara Petero we arahaguruka, yiruka ajya ku mva. Yunamye, abona udutambaro twonyine. Nuko asubira imuhira, atangazwa cyane n’ibyari byabaye.

## Abigishwa bajyaga Emawusi

13Kuri uwo munsi nyine, babiri mu bigishwa bajyaga mu rusisiro rwitwa Emawusi; kuva i Yeruzalemu kugerayo hari urugendo rw’amasaha nk’abiri.

14Bagendaga baganira ibyari bimaze kuba byose.

15Igihe rero bakibivugana kandi babyibazaho, Yezu ubwe arabegera ajyana na bo.

16Ariko amaso yabo yari ameze nk’ahumye, ntibamumenya.

17Yezu arababwira ati «Ese ibyo mugenda muvugana ni ibiki?» Baherako barahagarara, ariko bijimye mu maso.

18Umwe muri bo witwaga Kiliyofasi, aramubaza ati «Ni wowe wenyine uba i Yeruzalemu utazi ibyahabaye muri iyi minsi?»

19Arababaza ati «Ni ibiki se?» Baramusubiza bati «Ni ibyabaye kuri Yezu w’i Nazareti, wari waragaragaje mu bikorwa no mu magambo ko ari umuhanuzi ukomeye imbere y’Imana n’imbere ya rubanda.

20Twavuganaga n’ukuntu abatware b’abaherezabitambo n’abakuru bacu bamutanze ngo apfe, maze bakamubamba ku musaraba.

21Twebweho, twari twizeye ko ari we uzarokora Israheli; none dore uyu munsi ubaye uwa gatatu ibyo byose bibaye.

22Icyakora bamwe mu bagore b’iwacu badutangaje. Mu gitondo cya kare bagiye ku mva,

23maze ntibahasanga umurambo we, nuko bagaruka bavuga ko abamalayika bababonekeye, bakababwira ko ari muzima.

24Ubundi kandi bamwe muri twe bagiye ku mva babisanga uko abagore bari babivuze, ariko we ntibamubona.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

25Nuko Yezu arababwira ati «Mwa biburabwenge mwe, mutinda kwemera ibyo Abahanuzi bavuze!

26None se Kristu ntiyagombaga kubabara atyo ngo abone kwinjira mu ikuzo rye?»

27Nuko ahera kuri Musa n'Abahanuzi bose, maze abasobanurira ibimwerekeyeho biri mu Bitabo bitagatifu.

28Bageze hafi y'urusisiro bajyagamo, Yezu asa n'uwikomereza urugendo.

29Ariko bo baramwinginga bati «Gumana natwe kuko bugorobye, umunsi ukaba uciye ikibu.» Nuko arinjira, kugira ngo agumane na bo.

30Igihe rero yari ku meza hamwe na bo, afata umugati, ashimira Imana, arawumanyura, arawubahereza.

31Nuko amaso yabo arahumuka noneho baramumenya. Hanyuma agira atya arazimira, ntibongera kumubona.

32Basigara babwirana bati «Mbega ukuntu imitima yacu yari yuzuye ibinezaneza igihe yatuganirizaga mu nzira, adusobanurira Ibyanditswe!»

33Ako kanya barahaguruka basubira i Yeruzalemu. Bahasanga ba Cumi n'umwe bateranye, bari kumwe na bagenzi babo bandi,

34bavuga bati «Ni koko! Nyagasani yazutse kandi yabonekeye Simoni!»

35Na bo rero babatekerereza uko byagenze mu nzira, n'uburyo bamumenye amanyura umugati.

### Yezu abonekera ba Cumi n'umwe

36Igihe bakivuga ibyo, Yezu ubwe aba nguyu ahagaze hagati yabo, arababwira ati «Nimugire amahoro.»

37Barakangarana, bashya ubwoba, bakeka ko babonye umuzimu.

38Nuko arababwira ati «Ubwo bwoba bwose mufite ni ubw'iki? Kandi mutewe n'iki gushidikanya mu mitima yanyu?

39Nimurebe ibiganza n'ibirenge byanjye: ni jyewe ubwanjye. Nimunkoreho, maze mumenye ko umuzimu atagira umubiri cyangwa amagufwa nk'uko muruzi mbifite.»

40Avuga ibyo abereka ibiganza n'ibirenge bye.

41Uko bakamazwe n'ibyishimo ntibanyurwa, baba abo gutangara gusa; noneho arababwira ati «Hari icyo kurya mufite hano?»

42Bamuhereza igice cy'ifi yokeje;

43aracyakira, akirira imbere yabo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

44Nuko arababwira ati «Ibyo ni byo nababwiraga nkiri kumwe namwe, nti ’Ni ngombwa ko huzuzwa ibinyerekeyeho byose byanditswe mu mategeko ya Musa, mu bitabo by’Abahanuzi no muri Zaburi.’»

45Aherako ahugura ubwenge bwabo ngo bajye bumva Ibyanditswe.

46Maze arababwira ati «Handitswe ko Kristu agomba kubabara, maze ku munsi wa gatatu akazuka mu bapfuye,

47kandi ko uhereye i Yeruzalemu abantu bo mu mahanga yose bagomba kwigishwa, mu izina rye, ibyerekeye ukwisubiraho n’ibabarirwa ry’ibyaha.

48Ibyo ni mwe bagabo bashinzwe kubihamya.

49Jyeweho ngiye kubohereza icyo Data yasezeranye. Mwebwe rero, nimube mugumye mu murwa kugeza igihe muzasenderezwa imbaraga zivuye mu ijuru.»

### Yezu ajyanwa mu ijuru

50Hanyuma abajyana ahagana i Betaniya, maze arambura amaboko abaha umugisha.

51Igihe akibaha umugisha, atandukana na bo ajyanwa mu ijuru.

52Bamaze kumupfukamira, bagarukana ibyishimo byinshi i Yeruzalemu.

53Nuko bagahora mu Ngoro basingiza Imana.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Yohani

## Yohani 1

### Jambo, Urumuri n'Ubuzima

1Mu ntangiriro ya byose Jambo yariho, kandi Jambo yabanaga n'Imana, kandi Jambo akaba Imana.

2Ubwe mu ntangiriro yabanaga n'Imana.

3Ni we ibintu byose bikesha kubaho, nta n'ikiremwa na kimwe cyabayeho bitamuturutseho.

4Yari asanzwe yifitemo ubugingo, kandi ubwo bugingo bukaba urumuri rw'abantu.

5Nuko urumuri rumurika mu mwijima, ariko umwijima wanga kurwakira.

6Habayeho rero umuntu woherejwe n'Imana, izina rye rikaba Yohani.

7Yazanywe no kuba umugabo wo guhamya iby'urwo rumuri, kugira ngo bose bamukeshe kwemera.

8Si we wari urumuri, ahubwo yari umugabo uhamya iby'urwo rumuri.

9Jambo ni we wari urumuri nyakuri, rumurikira umuntu wese uza kuri iyi si.

10Yari mu isi, kandi isi yabayeho ku bwe, ariko isi irarenga ntiyamumenya.

11Yaje mu bye, ariko abe ntibamwakira.

12Nyamara abamwakiriye bose, yabahaye ububasha bwo guhinduka abana b'Imana, abo ni abemera Izina rye.

13Ntibavutse ku bw'amaraso cyangwa ku bushake bw'umubiri, cyangwa se ku bushake bw'umuntu, ahubwo bavutse ku bw'Imana.

14Nuko Jambo yigira umuntu maze abana natwe, kandi twibonera ikuzo rye, ikuzo Umwana w'ikinege akomora kuri Se, akaba asendereye ubuntu n'ukuri.

15Yohani yabaye umugabo wo guhamya ibimwerekeyeho, maze arangurura ijwi avuga ati «Nguyu Uwo navuze nti 'Uje ankurikiye, aranduta, kuko yariho mbere yanjye.'»

16Kandi twese twahawe ku busendere bwe, tugirirwa ubuntu bugeretse ku bundi.

17Uko Amategeko yatanzwe anyuze kuri Musa, ni na ko ubuntu n'ukuri byatugejejweho binyujijwe kuri Yezu Kristu.

18Nta wigeze abona Imana na rimwe; Umwana w'ikinege uba muri Se, ni We wayimenyekanishije.

### Yohani Batisita yerekana Umukiza

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

(Mt 3,1–12 ; Mk 1,2–8 ; Lk 3,15–17)

19Dore ubuhamya bwa Yohani igihe Abayahudi b'i Yeruzalemu bamutumyeho abaherezabitambo n'Abalevi kumubaza ngo «Uri nde?»

20Yohani yaremeje ntiyahakana,ahamya agira ati «Sindi Kristu.»

21Na bo baramubaza bati «Bite se?Uzabe uri Eliya?» Arabasubiza ati «Sindi we.» — «Uzabe se uri wa Muhanuzi ugomba kuza?» Arabasubiza ati «Oya.»

22Baramubwira bati «Rwose uri nde, kugira ngo tugire icyo dusubiza abadutumye. Wibwira ko uri nde?»

23Arabasubiza ati «Ndi *ijwi ry'uvugira mu butayu aranguruye ati 'Nimutunganye inzira ya Nyagasani',* nk'uko umuhanuzi Izayi yabivuze.»

24Abari batumwe bari abo mu Bafarizayi.

25Bongera kumubaza bati «None se ko ubatiza, kandi utari Kristu, ntube Eliya, ntube na wa Muhanuzi, ubiterwa n'iki?»

26Yohani arabasubiza ati «Jyewe mbatiriza mu mazi, ariko hagati yanyu hari Uwo mutazi.

27Ni we ugiye kuza ankurikiye; sinkwiye no gupfundura umushumi w'inkweto ze.»

28Ibyo byabereye i Betaniya, hakurya ya Yorudani, aho Yohani yabatirizaga.

29Bukeye, Yohani abona Yezu aje amusanga, aravuga ati «Dore Ntama w'Imana ugiye gukuraho icyaha cy'isi.

30Ni we navugaga ngira nti 'Ngiye gukurikirwa n'umuntu unduta, kuko yariho mbere yanjye.'

31Jye sinari muzi, ariko kugira ngo agaragarizwe Israheli, naje mbatiriza mu mazi.»

32Nuko Yohani ahamya avuga ati «Nabonye Roho amanuka nk'inuma ivuye mu ijuru, maze amuguma hejuru.

33Koko jye sinari muzi, ariko Uwanyohereje kubatiriza mu mazi, yarambwiye ati 'Uwo uzabona Roho amumanukiraho kandi akamuhama hejuru, ni we ubwe ubatiza muri Roho Mutagatifu.'

34Naramwiboneye ubwanjye kandi ndahamya ko ari we Mwana w'Imana.»

## Abigishwa ba mbere ba Yezu

35Bukeye, Yohani yari akiri aho, ari kumwe na babiri mu bigishwa be.

36Abonye Yezu ahise, aravuga ati «Dore Ntama w'Imana.»

37Ba bigishwa be bombi bumvise avuze atyo, bakurikira Yezu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

38Yezu arahindukira, abona bamukurikiye, arababaza ati «Murashaka iki?»
Baramusubiza bati «Rabbi (ibyo bivuga ngo Mwigisha), utuye he?»

39Arababwira ati «Nimuze murebe.» Baraza babona aho atuye. Nuko uwo munsi
bagumana na we. Hari nk'igihe cy'isaha ya cumi.

40Andereya, mwene nyina wa Simoni Petero, yari umwe muri abo babiri bari
bumvise amagambo ya Yohani, bagakurikira Yezu.

41Aza guhura mbere na mwene nyina Simoni, aramubwira ati «Twabonye Kristu»
(ari byo kuvuga Umukiza).

42Nuko amugeza kuri Yezu. Yezu aramwitegereza, aramubwira ati «Uri Simoni,
mwene Yohani ; none kuva ubu uzitwa Kefasi, ari byo kuvuga "Urutare".

43Bukeye bwaho, Yezu yemeza kujya mu Galileya; aza guhura na Filipo, aramubwira
ati «Nkurikira.»

44Filipo yari uw'i Betsayida, umugi wa Andereya na Petero.

45Filipo na we aza guhura na Natanayeli, aramubwira ati «Wa wundi wanditswe mu
Mategeko ya Musa no mu Bahanuzi, twamubonye: ni Yezu w'i Nazareti, mwene
Yozefu.»

46Nuko Natanayeli aramubwira ati «Hari ikintu cyiza cyaturuka i Nazareti?» Filipo
aramusubiza, ati «Ngwino wirebere.»

47Yezu abonye Natanayeli aje amugana, aravuga ati «Dore Umuyisraheli w'ukuri
utarangwaho uburyarya.»

48Natanayeli aramubwira ati «Unzi ute?» Yezu aramusubiza ati «Filipo
ataraguhamagara, uri mu nsi y'igiti cy'umutini, nakubonaga.»

49Natanayeli aramusubiza ati «Rabbi, koko uri Umwana w'Imana, uri Umwami wa
Israheli.»

50Yezu aramubwira ati «Wemejwe n'uko nkubwiye ngo nakubonye uri mu nsi
y'umutini; uzabona ibitambutse ibyo ngibyo.»

51Arongera aramubwira ati «Ndakubwira ukuri koko: muzabona ijuru rikinguye
n'abamalayika b'Imana bazamuka kandi bamanuka hejuru y'Umwana w'umuntu.»

## Yohani 2

### Ubukwe bw'i Kana mu Galileya

1Ku munsi wa gatatu, i Kana mu Galileya bacyuza ubukwe. Nyina wa Yezu yari
yabutashye.

2Kandi Yezu n'abigishwa be bari babutumiwemo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Divayi imaze gushira, nyina wa Yezu aramubwira ati «Nta divayi bagifite.»

4Yezu aramusubiza ati «Mubyeyi, ari jye ari nawe, ibyo tubigenzemo dute? Byongeye igihe cyanjyentikiragera.»

5Nyina abwira abaherezaga, ati «Icyo ababwira cyose mugikore.»

6Hari hateretse intango esheshatu zibaje mu mabuye, zagenewe imihango y'Abayahudi yo kwiyuhagira. Intango yose yajyagamo incuro ebyiri cyangwa eshatu z'ikibindi.

7Yezu arababwira ati «Nimwuzuze amazi izo ntango.» Barazisendereza kugeza ku rugara.

8Yezu arongera, arababwira ati «Ngaho noneho nimudahe, mushyire umutegeka w'ubukwe.» Baramushyira.

9Umutegeka w'ubukwe amaze gusogongera ku mazi yahindutse divayi, atazi aho iyo divayi iturutse, abahereza bari bavomye bo bari bahazi, nuko ahamagara umukwe,

10aramubwira ati «Ubusanzwe umuntu arabanza agatereka inzoga nziza, bamara guhaga, agaheruka itari nziza. Wowe ariko wakomeje gutereka inziza kugeza ubu!»

11Aho i Kana mu Galileya ni ho Yezu yatangiye ikimenyetso cye cya mbere, maze agaragaza ikuzo rye, nuko abigishwa be baramwemera.

12Ibyo birangiye, Yezu amanuka ajya i Kafarinawumu ari kumwe na nyina n'abavandimwe be n'abigishwa be, nuko bahamara iminsi mikeya.

### Yezu ajya i Yeruzalemu

(Mt 21,12–13; Mk 11,15–17; Lk 19,45–46)

13Pasika y'Abayahudi yari yegereje; Yezu azamuka ajya i Yeruzalemu.

14Asanga mu Ngoro y'Imana hari abantu bahagurira ibimasa, n'intama, n'inuma, n'abicaye bavunja ibiceri.

15Nuko aboha imigozi mo ikiboko bakubitisha, bose abasuka hanze y'Ingoro, yirukanamo n'intama, n'ibimasa; anyanyagiza ibiceri by'abavunjaga, ahirika n'ameza yabo.

16Abwira abacuruzaga inuma, ati «Nimuzikure aha ngaha; inzu ya Data mwiyigira inzu y'ubucuruzi!»

17Nuko abigishwa be bibuka ko handitswe ngo *«Ishyaka mfitiye Ingoro yawe riramparanya.»*

18Nuko Abayahudi baramubaza bati «Utanze kimenyetso ki gitumye wiha kugira utyo?»

19Yezu arabasubiza ati «Nimusenye iyi Ngoro y'Imana, mu minsi itatu nzaba nongeye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kuyubaka.»

20Abayahudi baramubwira bati «Kubaka iyi Ngoro y'Imana byamaze imyaka mirongo ine n'itandatu, none wowe ngo wayihagarika mu minsi itatu?»

21Iyo Ngoro y'Imana Yezu yavugaga, yari umubiri we.

22Amaze kuzuka, ava mu bapfuye, abigishwa be bibutse ko yari yarabivuze, nuko bemera Ibyanditswe, bemera n'ijambo Yezu yari yaravuze.

23Igihe yari i Yeruzalemu mu minsi mikuru ya Pasika, abantu benshi babonye ibimenyetso yatangaga, bemera izina rye.

24Nyamara Yezu ubwe ntiyabizeraga, kuko yari abazi bose,

25kandi ntiyari akeneye umuntu wo kumubwira ikiri muri muntu, kuko ubwe asanzwe azi imigambi ya buri muntu.

## Yohani 3

### Yezu na Nikodemu

1Mu Bafarizayi, hari umugabo witwaga Nikodemu, akaba umwe mu Bayahudi b'abategetsi.

2Nuko aza nijoro asanga Yezu, aramubwira ati «Rabbi, tuzi ko uri umwigisha waturutse ku Mana; kuko nta muntu washobora gutanga ibimenyetso nk'ibyo werekana, atari kumwe n'Imana.»

3Yezu aramusubiza ati «Ndakubwira ukuri koko: nta muntu n'umwe ushobora kubona Ingoma y'Imana, atavutse ubwa kabiri.»

4Nikodemu aramubwira ati «Umuntu ashobora ate kuvuka, kandi ashaje? Yashobora se gusubira mu nda ya nyina ngo yongere avuke?»

5Yezu aramusubiza ati «Ndakubwira ukuri koko: umuntu atavutse ku bw'amazi no ku bwa Roho, ntashobora kwinjira mu Ngoma y'Imana.

6Icyavutse ku mubiri kiba ari umubiri, n'icyavutse kuri Roho kikaba roho.

7Ntutangazwe n'uko nkubwiye ngo ugomba kongera kuvuka ubwa kabiri.

8Umuyaga uhuha werekeza aho ushaka, ukawumva uhuha, ariko ntumenye aho uturuka cyangwa aho werekeza; nguko uko bimerera umuntu wese wavutse kuri Roho.»

9Nikodemu aramubaza ati «Ese ibyo bishobora kubaho bite?»

10Yezu aramusubiza ati «Ukaba umwigisha muri Israheli, maze ibyo ntubimenye?

11Ndakubwira ukuri koko: tuvuga ibyo tuzi, tugahamya n'ibyo twabonye, ariko ntimwemere ibyo duhamya.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12Niba mutemera mbabwira ibintu byo mu isi, muzemera mute nimbabwira ibyo mu ijuru?

13Nta wigeze azamuka ajya mu ijuru, uretse Umwana w'umuntu wamanutse aturutse mu ijuru.

14Mbese nk'uko Musa yamanitse inzoka mu butayu , ni ko n'Umwana w'umuntu azagomba kumanikwa,

15kugira ngo umwemera wese agire ubugingo bw'iteka.»

16Koko Imana yakunze isi cyane, bigeza aho itanga Umwana wayo w'ikinege, igira ngo umwemera wese atazacibwa, ahubwo agire ubugingo bw'iteka.

17Icyakora, Imana ntiyohereje Umwana wayo ku isi ngo ayicire urubanza, ahubwo yagira ngo akize isi.

18Umwemera wese ntacirwa urubanza, ariko utemera aba yaciriwe urubanza, kuko atemera izina ry'Umwana w'ikinege w'Imana.

19Dore urwo rubanza urwo ari rwo: ni uko urumuri rwaje mu isi, abantu bakikundira umwijima kuruta urumuri, kuko ibikorwa byabo byari bibi.

20Koko rero ukora ibibi wese, yanga urumuri kandi ntarwegere, agira ngo ibyo akora bitagaragara.

21Naho rero ukora iby'ukuri, ajya ahabona, agira ngo agaragaze ko ibyo akora biba bikorewe Imana.

### Yohani Batisita yongera kuvuga Yezu uwo ari we

22Ibyo birangiye, Yezu ajyana n'abigishwa be mu gihugu cya Yudeya, agumanayo na bo, kandi arabatiza.

23Yohani na we yabatirizaga ahitwa Enoni, hafi ya Salimu, kuko hari amazi menshi, abantu bakaza kuhabatirizwa.

24Icyo gihe, Yohani yari atarafungwa.

25Nuko abigishwa ba Yohani bajya impaka n'Abayahudi bapfa umuhango wo kwiyuhagira.

26Basanga Yohani, baramubwira bati «Mwigisha, wa muntu mwari kumwe hakurya ya Yorudani, ugatanga ubuhamya bumwerekeyeho, dore na we arabatiza, kandi bose baramusanga.»

27Yohani arabasubiza ati «Nta muntu ugira icyo atunga atagihawe no mu ijuru.

28Ni mwe ntanzeho abagabo b'uko navuze ko ntari Kristu, ahubwo ko natumwe kumuteguriza.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

29Umukwe ni we nyir'umugeni, naho umuherekeza w'umukwe aba iruhande rwe, akamutega amatwi, agahimbazwa no kumva ijwi rye; ngibyo ibyishimo binsabye.

30Koko ni we ugomba gukura, naho jye ngaca bugufi.»

31Uza aturutse hejuru, aba asumbye bose; naho uza aturutse mu isi, aba ari uw'isi, kandi avuga iby'isi. Uza aturutse mu ijuru aza asumbye bose;

32ahamya ibyo yabonye n'ibyo yumvise, nyamara nta muntu n'umwe wakira ibyo ahamya.

33Uwakira ibyo ahamya, aba yemeza ko Imana ari Inyakuri.

34Uwo Imana yatumye, avuga amagambo y'Imana, kuko Imana itamuha Roho wayo imugerera.

35Imana Data ikunda Mwana, kandi ibintu byose yabishyize mu maboko ye.

36Uwemera Mwana agira ubugingo bw'iteka, uwanga kwemera Mwana ntazagira ubugingo, ahubwo uburakari bw'Imana bumuhoraho.

## Yohani 4

### Yezu aganira n'umugore wo kuri Samariya

1Yezu amaze kumenya ko Abafarizayi bari bumvise ko afite abigishwa benshi, ko yabatizaga kurusha Yohani,

2— mu by'ukuri si Yezu wabatizaga, ahubwo ni abigishwa be —

3ni bwo avuye mu Yudeya, asubira mu Galileya;

4yagombaga rero kwambukiranya Samariya.

5Agera mu mugi wo muri Samariya witwaga Sikari, wari hafi y'umurima Yakobo yari yarahaye umuhungu we Yozefu.

6Aho hantu hari iriba rya Yakobo. Yezu ahagera yananijwe n'urugendo, maze yicara iruhande rw'iriba. Hari nk'isaha ya gatandatu.

7Nuko umugore wo kuri Samariya aza kuvoma amazi. Yezu aramubwira ati «Mpa amazi yo kunywa.»

8Icyo gihe abigishwa be bari bagiye mu mugi kugura ibyo kurya.

9Umunyasamariyakazi abwira Yezu, ati «Bishoboka bite kugira ngo wowe w'Umuyahudi unsabe amazi yo kunywa, kandi ndi Umunyasamariyakazi?» Koko rero Abayahudi ntibasangiraga n'Abanyasamariya.

10Yezu aramusubiza ati «Iyaba wari uzi ingabire y'Imana, ukamenya n'ukubwira ati 'Mpa amazi yo kunywa', wajyaga kuyamusaba ari wowe, maze akaguha amazi atanga

ubugingo.»

11Umugore aramubwira ati «Nyakubahwa, ntufite n'icyo uvomesha, byongeye kandi iriba ni rirerire cyane; ayo mazi atanga ubugingo wayakura he?

12Uzabe uruta umubyeyi wacu Yakobo waduhaye iri riba, akarinyweraho, we n'abana be n'amatungo ye?»

13Yezu aramusubiza ati «Unywa aya mazi wese azongera agire inyota;

14ariko uzanywa amazi nzamuha, ntazagira inyota ukundi, ahubwo amazi nzamuha, azamubamo ari isoko idudubiza kugera mu bugingo bw'iteka.»

15Umugore aramubwira, ati «Nyakubahwa, mpa kuri ayo mazi n'ejo ntazongera kugira inyota, nkagaruka hano nje kuvoma.»

16Yezu aramubwira ati «Jya guhamagara umugabo wawe, maze ugaruke hano.»

17Umugore aramusubiza ati «Nta mugabo mfite.» Yezu ati «Uvuze neza, wowe ugize uti 'Nta mugabo mfite';

18kuko wagize abagabo batanu, n'ugutunze ubu akaba atari umugabo wawe. Ubivuze ukuri.»

19Umugore abwira Yezu ati «Nyakubahwa, mbonye ko uri umuhanuzi.

20Ba sogokuruza bacu basengeraga kuri uyu musozi, naho mwebwe Abayahudi mukavuga ko i Yeruzalemu ari ho abantu bagomba gusengera.»

21Yezu aramubwira ati «Mugore, nyemera: dore igihe kiregereje ntimube mugisengera Imana Data kuri uyu musozi, cyangwa se i Yeruzalemu.

22Mwebwe musenga Uwo mutazi, naho twe tugasenga Uwo tuzi, kuko umukiro uturuka mu Bayahudi.

23Igihe kiregereje, ndetse ngiki cyageze, maze abasenga by'ukuri bakazasengana Imana Data umutima utaryarya, kuko abayisenga batyo ari bo Imana Data yikundira.

24Imana ni Roho, bityo abasenga bajye bayisenga by'ukuri, bayobowe na Roho.»

25Umugore abwira Yezu ati «Nzi ko Umukiza, ari we Kristu, agiye kuza; namara kuza azatwigisha byose.»

26Yezu aramubwira ati «Ni jye uvugana nawe.»

27Abigishwa be baba barahindukiye, maze batangazwa n'uko yaganiraga n'umugore. Ariko ntihagira ugira ati «Urashaka iki?» cyangwa ngo «Mwavuganaga iki?»

28Nuko umugore asiga ikibindi aho, ajya mu mugi, maze abwira abantu ati

29«Nimuze murebe umuntu wambwiye ibyo nakoze byose. Aho none ntiyaba ari we Kristu?»


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

30Ni bwo bavuye mu mugi, nuko basanga Yezu.

31Hagati aho, abigishwa be basigara bamwinginga ngo arye, bati «Mwigisha, fungura.»

32Yezu arababwira ati «Mfite ibyo kurya mwebwe mutazi.»

33Nuko abigishwa batangira kubazanya bati «Ese hari uwamuzaniye ibyo kurya?»

34Yezu arababwira ati «Ibyo kurya bintunga, ni ugukora icyo Uwantumye ashaka, no kurangiza umurimo we.

35Si mwe musanzwe muvuga ngo hasigaye amezi ane, bagasarura? Reka rero mbabwire: ngaho nimwubure amaso maze mwitegereze, imirima ireze, ni iyo gusarurwa.

36Usarura wese aba abonye igihembo, maze agahunika imbuto z'ubugingo bw'iteka, kugira ngo ari ubiba ari n'usarura, bombi basangire ibyishimo.

37Ubwo ibyo bikagaragaza ukuri kw'ibivugwa ngo: ubiba si we usarura.

38Nabohereje gusarura ibyo mutaruhiye; abandi bararushye, none mwe muhawe ibyo baruhiye.»

39Nuko Abanyasamariya benshi b'uwo mugi bemera Yezu, babitewe n'ijambo umugore yari yavuze ahamya ati «Yambwiye ibyo nakoze byose.»

40Abanyasamariya baramusanga, baramwinginga ngo aze agumane na bo, maze aguma aho iminsi ibiri.

41Nuko abantu benshi cyane baremera, babitewe n'ibyo yababwiraga.

42Babwira wa mugore, bati «Ntitucyemezwa n'ibyo watubwiye; natwe twamwiyumviye, kandi tumenye ko ari we Mucunguzi w'isi koko.»

### Yezu akiza umwana w'umutware

(Mt 8,5–13; Lk 7,1–10)

43Iyo minsi ibiri irangiye, Yezu ava aho, ajya mu Galileya.

44Yari yigeze kwemera ubwe ko ari nta muhanuzi wubahwa mu gihugu avukamo.

45Nuko agera mu Galileya, Abanyagalileya bamwakira neza, kuko bari babonye ibyo yari yakoreye i Yeruzalemu byose ku munsi mukuru ; na bo bari bagiye mu munsi mukuru.

46Yezu agaruka rero i Kana ka Galileya, aho yari yahinduye amazi divayi. I Kafarinawumu hari umutware w'ibwami wari urwaje umwana.

47Yumvise ko Yezu yavuye mu Yudeya akaza mu Galileya, aramusanganira, aramwinginga ngo aze amukirize umwana kuko yari agiye gupfa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

48Yezu aramubwira ati «Iyo mutabonye ibimenyetso n'ibitangaza, ntimwemera.»

49Umutware aramubwira ati «Nyagasani, banguka umwana wanjye atarahwera.»

50Yezu aramusubiza ati «Genda, umwana wawe ni mutaraga.» Uwo muntu yemera ijambo Yezu amubwiye, aragenda.

51Abaye agitirimuka, abagaragu be baramusanganira, bamubwira ko umwana we ari muzima.

52Ababaza igihe yoroherewe, baramusubiza bati «Ni ejo ku isaha ya karindwi, ni bwo umuriro wamuvuyemo.»

53Se w'umwana amenya ko kuri iyo saha, ari bwo Yezu yamubwiraga ko umwana we ari mutaraga. Nuko aremera hamwe n'urugo rwe rwose.

54Icyo kiba ikimenyetso cya kabiri. Yezu yagikoze avuye mu Yudeya, agarutse mu Galileya.

## Yohani 5

### Yezu akiriza ikimuga ku cyuzi cya Betesida

1Ibyo birangiye, haba umunsi mukuru w'Abayahudi, Yezu aboneza ajya i Yeruzalemu.

2Aho i Yeruzalemu hafi y'irembo ry'intama, hari icyuzi cyitwa Betesida mu giheburey i, kikagira amabaraza atanu.

3Muri ayo mabaraza hari haryamye abarwayi batabarika, barimo impumyi, abacumbagurika, n'ibirema; (bose bategereje ko amazi yibirindura.

4Kuko rimwe na rimwe, umumalayika yamanukaga muri icyo cyuzi, akabirindura amazi, maze utanze abandi kuyajyamo, akimara kubirinduka, agakira indwara arwaye iyo ari yo yose.)

5Aho ngaho rero hari umuntu wari umaranye ubumuga imyaka mirongo itatu n'umunani.

6Yezu abonye uwo murwayi aryamye, amenya ko amaze igihe kirekire arwaye aramubaza ati «Urashaka gukira?»

7Umurwayi aramusubiza ati «Mubyeyi, singira umuntu unjugunya mu cyuzi, igihe amazi yibirinduye; iyo ngerageje kujyamo, nsanga undi yamanukiyemo.»

8Yezu aramubwira ati «Haguruka, ufate ingobyi yawe, maze ugende.»

9Ako kanya, uwo muntu arakira, yegura ingobyi ye aragenda.

10Uwo munsi hari ku isabato. Abayahudi babwira uwakijijwe bati «None ni umunsi w'isabato: nta burenganzira ufite bwo kwikorera ingobyi yawe.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11Arabasubiza ati «Uwankijije ni we wambwiye ngo nimfate ingobyi yanjye maze ngende.»

12Baramubaza bati «Uwo muntu ni nde wakubwiye ngo fata ingobyi yawe ugende?»

13Ariko uwakijijwe ntiyari azi uwamukijije uwo ari we, kuko Yezu yari yigendeye mu kivunge cy'abantu benshi bari aho.

14Hanyuma, Yezu amusanga mu Ngoro y'Imana, aramubwira ati «Dore wakize, ntuzongere gucumura ukundi, ejo utazagubwaho n'icyago kiruta icya mbere.»

15Nuko uwo muntu aragenda, abwira Abayahudi ko ari Yezu wamukijije.

16Iyo iba impamvu yatumye Abayahudi batoteza Yezu, kuko ngo ibyo yabikoraga ku munsi w'isabato.

17Nuko Yezu arabasubiza ati «Kugeza ubu Data arakora, nanjye ngakora.»

18Ayo magambo atuma Abayahudi barushaho gushaka impamvu yo kumwica, batamuziza gusa ko yicaga isabato, ahubwo bamuziza kandi ko yavugaga ko Imana ari Se, akiringaniza n'Imana.

### Yezu asobanura ko ari Umwana w'Imana

19Nuko Yezu aboneraho, arababwira ati «Ndababwira ukuri koko: Mwana nta cyo ashobora gukora ku bwe, uretse icyo abonye Se akora, kuko icyo akoze, na Mwana aragikora.

20Koko rero Data akunda Mwana, kandi amwereka ibyo akora byose. Ndetse azamwereka ibirushije ibi ngibi maze muzatangare.

21Uko Data azura abapfuye kandi akabeshaho, ni na ko Mwana abeshaho abo yishakiye.

22Nyamara Data nta we acira urubanza; imanza zose yazeguriye Mwana,

23kugira ngo bose bubahe Mwana nk'uko bubaha Data. Utubaha Mwana ntiyubaha na Data wamwohereje.

24Ndababwira ukuri koko: uwumva ijambo ryanjye kandi akemera n'Uwantumye, agira ubugingo bw'iteka kandi ntazacirwa urubanza, ahubwo aba avuye mu rupfu yinjiye mu bugingo.

25Ndababwira ukuri koko: igihe kiregereje ndetse tukirimo, maze abapfuye bakazumva ijwi ry'Umwana w'Imana, kandi abaryumvise bakazabaho.

26Uko Data yifitemo ubugingo, ni na ko yahaye Mwana kwigiramo ubugingo.

27Kandi amuha ububasha bwo guca imanza, kuko ari Umwana w'umuntu.

28Ibyo ntibibatangaze, kuko igihe cyegereje, maze abari mu mva bose, bazumve ijwi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

rye.

29Nuko abazaba barakoze neza, bazazukire kubaho, naho abazaba barakoze nabi, bazukire gucirwa urubanza.

30Nta cyo nshobora gukora ku bwanjye. Nca urubanza nkurikije ibyo numvise, kandi urubanza rwanjye ntirubera; kuko ndakurikiza ugushaka kwanjye, ahubwo nkurikiza icyo Uwautumye ashaka.

31Ndamutse ari jye uhamya ibinyerekeyeho, icyemezo cyanjye nticyaba ari icy'ukuri.

32Hariho Undi uhamya ibyanjye, kandi nzi ko ibyo ahamya binyerekeyeho, ari ukuri.

33Mwebwe mwatumye kuri Yohani, maze abaha ubuhamya bw'ukuri.

34Jye sinkeneye umuntu uhamya ibinyerekeyeho, ahubwo ibyo mbivugiye kugira ngo mukire.

35Yohani yari itara ryaka kandi rimurika, maze muhimbazwa n'urumuri rwe mu gihe gito.

36Jye mfite icyemezo kiruta icya Yohani, kuko ibikorwa Data yampaye gukora, ari byo nkora; kubirangiza akaba ari byo bihamya ko Data yantumye.

37Kandi Data wantumye, ni we ubwe uhamya ibyanjye. Ntimwigeze kumva ijwi rye kandi ntimwigeze mubona n'uko asa.

38Byongeye, n'ijambo rye ntiribarimo, kuko mutemera uwo yatumye.

39Mushakashakira mu Byanditswe, mwibwira ko ari ho musanga ubugingo bw'iteka, nyamara ni byo bihamya ibinyerekeyeho.

40Ariko mwanga kunsanga, ngo mugire ubugingo.

41Ikuzo ryanjye sindikesha abantu ;

42ariko mwebwe ndabazi: nta rukundo rw'Imana mwifitemo.

43Jye naje mu izina rya Data maze ntimwanyakira, ariko nihagira undi uza ku giti cye, muzamwakira.

44Mwashobora mute kwemera, kandi buri wese amaranira guhabwa ikuzo na mugenzi we, mudashaka ikuzo mwahabwa n'Imana yonyine?

45Ntimugire ngo ni jyewe uzabarega kuri Data, uzabarega ni Musa, kandi ari we mwiringiye.

46Iyaba mwemeraga Musa, nanjye mwanyemeye, kuko yanditse ibinyerekeyeho.

47Niba rero mutemera ibyo yanditse, mwakwemera mute amagambo yanjye?»

## Yohani 6

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Yezu atubura imigati
(Mt 14,13–21 ; Mk 6,32–44 ; Lk 9,10–17)

1Ibyo birangiye, Yezu ajya hakurya y'inyanja ya Galileya ari yo Tiberiya.

2Abantu benshi baramukurikira, bitewe n'uko babonaga ibimenyetso yerekanaga
akiza abarwayi.

3Nuko Yezu aterera umusozi, ageze mu mpinga aricara ari kumwe n'abigishwa be.

4Ubwo Pasika, umunsi mukuru w'Abayahudi, yari yegereje.

5Yezu arambura amaso, abona cya kivunge cy'abantu kije kimugana. Ni ko kubaza
Filipo, ati «Turagura he imigati yo kugaburira bariya bantu?»

6Ibyo yabimubwiye amwinja, kuko yari azi icyo ari bukore.

7Filipo aramusubiza ati «N'uwagura imigati y'amadenari magana abiri, umuntu
ntiyabonaho na kanzinya.»

8Umwe mu bigishwa be witwaga Andereya, mwene nyina wa Simoni Petero,
aramubwira ati

9«Hano hari agahungu gafite imigati itanu y'ingano za bushoki n'amafi abiri, ariko se
byamarira iki abantu bangana batya?»

10Yezu ati «Nimwicaze abantu.» Aho hantu hari ibyatsi byinshi. Nuko baricara,
abagabo bari nk'ibihumbi bitanu.

11Maze Yezu afata imigati, arashimira, ayigaburira abari bicaye aho, abaha n'ifi, uko
bazishakaga.

12Bamaze guhaga, Yezu abwira abigishwa be, ati «Nimurundarunde ibimanyu
bisigaye, ntihagire ibipfa ubusa.»

13Babishyira hamwe, maze buzuza inkangara cumi n'ebyiri z'ibimanyu kuri ya migati
itanu y'ingano za bushoki byashigajwe n'abari bariye.

14Abo bantu babonye ikimenyetso Yezu amaze gukora, baravuga bati «Koko ni ukuri,
uyu ni wa Muhanuzi ugomba kuza mu isi.»

15Yezu rero amenya ko bagiye kuza kumujyana ku mbaraga, bakamwimika, arongera
ahungira ku musozi ari wenyine.

### Yezu agendera hejuru y'amazi
(Mt 14,22–33 ; Mk 6,45–52)

16Bugorobye, abigishwa be baramanuka no ku nkombe y'inyanja.

17Bajya mu bwato, berekeza hakurya y'inyanja, ahagana i Kafarinawumu, nuko
bubiriraho kandi Yezu atarabageraho.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

18Hahuha umuyaga mwinshi, inyanja yitera hejuru.

19Bamaze kugashya ahantu h'amasitadi makumyabiri n'atanu cyangwa mirongo itatu, babona Yezu agenda ku nyanja, ageze hafi y'ubwato. Ubwoba burabataha.

20Ni bwo Yezu ababwiye ati «Nimuhumure, ni jye.»

21Bashatse kumushyira mu bwato, babona ubwato bugeze ku mwaro aho bajyaga.

### Yezu avuga ko ari umugati w'ubugingo

22Bukeye, ya mbaga y'abantu bari basigaye hakurya y'inyanja babona ko nta bundi bwato bwari buhari, uretse bumwe gusa, bari bazi kandi ko Yezu atari yabugiyemo hamwe n'abigishwa be, ahubwo ko abigishwa bari bagiye bonyine.

23Icyakora andi mato yari yaturutse i Tiberiya, hafi y'aho bari baririye imigati.

24Ya mbaga y'abantu ibonye ko Yezu n'abigishwa be batagihari, bajya mu mato bagana i Kafarinawumu kuhashakira Yezu.

25Bamusanze hakurya y'inyanja, baramubaza bati «Mwigisha, wageze hano ryari?»

26Yezu arabasubiza ati «Ndababwira ukuri koko: ntimunshakira ko mwabonye ibimenyetso, ahubwo muranshakira ko mwariye imigati mugahaga.

27Nimujye mukora mudaharanira ibiribwa bishira, ahubwo nimuharanire ibiribwa bihoraho mu bugingo bw'iteka, ibyo Umwana w'umuntu azabaha, kuko ari we Imana Data yashyizeho ikimenyetso.»

28Baramubaza bati «Twagenza dute kugira ngo dukore ibyo Imana ishima?»

29Yezu arabasubiza ati «Igikorwa Imana ishima, ni uko mwakwemera uwo yatumye.»

30Nuko baramubwira bati «Ikimenyetso utanze ni ikihe, ngo tukibone maze tukwemere? Ukoze iki?

31Mu butayu, ba sogokuruza bacu bariye 'manu ', nk'uko byanditswe ngo*'Yabagaburiye umugati uturutse mu ijuru.'*»

32Nuko Yezu arabasubiza ati «Ndababwira ukuri koko:Musa si we wabahaye umugati wo mu ijuru, ahubwo ni Data ubaha umugati w'ukuri wo mu ijuru.

33Kuko umugati Imana itanga ari umanuka mu ijuru, kandi ukazanira isi ubugingo.»

34Nuko baramubwira bati «Mwigisha, jya uhora uduha uwo mugati utubwiye.»

35Yezu arababwira ati «Ni jyewe mugati utanga ubugingo. Unsanga wese ntazasonza bibaho, n'unyemera ntazagira inyota bibaho.

36Nyamara narabibabwiye: murambona ariko mukanga kwemera.

37Uwo Data ampa wese angeraho, kandi uza ansanga sinzamujugunya hanze.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

38Namanutse mu ijuru ntazanywe no gukora ibyo nshaka, ahubwo nje gukora ibyo Uwantumye ashaka.

39Icyo Uwantumye ashaka ni ukutagira n'umwe nzimiza mu bo yampaye, ahubwo nkazamuzura ku munsi w'imperuka.

40Icyo Data ashaka, ni uko ubona Mwana wese akamwemera, yagira ubugingo bw'iteka, maze nkazamuzura ku munsi w'imperuka.»

41Nuko Abayahudi barijujuta, bitewe n'uko yari yavuze ati «Ndi umugati wamanutse mu ijuru.»

42Maze baravuga bati «Uriya si Yezu, mwene Yozefu? Se na nyina ntitubazi? Ubu ashobora ate kuvuga ati 'Namanutse mu ijuru'?»

43Yezu arabasubiza ati «Nimureke kuvugana mwijujuta.

44Nta we ushobora kungeraho atabihawe na Data wanyohereje, nanjye nkazamuzura ku munsi w'imperuka.

45Mu gitabo cy'Abahanuzi haranditse ngo *'Bose baziyigishirizwa n'Imana.'*

Umuntu wese wumvise Data akigishwa, aransanga.

46Nta wigeze abona Data, uretse uwaturutse ku Mana; uwo nguwo ni we wabonye Data.

47Ndababwira ukuri koko: uwemera agira ubugingo bw'iteka.

48Ni jye mugati w'ubugingo.

49Ba sogokuruza banyu baririye manu mu butayu, maze bararenga barapfa.

50Nguyu umugati wamanutse mu ijuru, kugira ngo uwuriye wese ye kuzapfa.

51Ni jye mugati muzima wamanutse mu ijuru. Urya uwo mugati azabaho iteka; kandi umugati nzatanga, ni umubiri wanjye, kugira ngo isi igire ubugingo.»

52Ni bwo Abayahudi batangiye kujya impaka ubwabo, bati «Ashobora ate kuduha umubiri we ngo uribwe?»

53Yezu arabasubiza ati «Ndababwira ukuri koko: nimutarya umubiri w'Umwana w'umuntu, ntimunywe n'amaraso ye, ntimuzagira ubugingo muri mwe.

54Naho urya umubiri wanjye, akanywa n'amaraso yanjye, agira ubugingo bw'iteka, kandi nzamuzura ku munsi w'imperuka.

55Kuko umubiri wanjye ari ikiribwa koko, n'amaraso yanjye akaba ikinyobwa koko.

56Urya umubiri wanjye kandi akanywa amaraso yanjye, angumamo nanjye nkamugumamo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

57Mbese nk'uko Data wantumye ariho, nanjye nkabaho ku bwa Data, bityo undya, na we azabaho ku bwanjye.

58Nguyu umugati wamanutse mu ijuru: si nk'uwo ba sogokuruza banyu bariye bakarenga bagapfa; urya uyu mugati azabaho iteka ryose.»

59Ibyo yabivuze igihe yigishirizaga mu isengero ry'i Kafarinawumu.

60Abenshi mu bigishwa be bamaze kumwumva, baravuga bati «Aya magambo arahambaye, ni nde washobora kuyatega amatwi?»

61Yezu amenya ko abigishwa be bijujutiye ayo magambo, arababwira ati «Mbese ibyo birabatsitaje?

62Noneho ubwo hacura iki mubonye Umwana w'umuntu azamutse ajya aho yahoze mbere hose?

63Roho ni we ubeshaho, umubiri nta kavuro. Amagambo nababwiye aturuka kuri Roho, kandi agatanga ubugingo.

64Ariko muri mwe harimo abatemera.» Koko Yezu yari azi mbere hose abatemera, ndetse yari azi n'uzamugambanira.

65Arongera ati «Ngiyo impamvu yatumye mbabwira ko ari nta we ushobora kunsanga atabihawe na Data.»

66Kuva ubwo, benshi mu bigishwa be bavanamo akabo karenge, ntibongera kugendana na we ukundi.

### Petero yanga gusiga Yezu

67Nuko Yezu abwira ba Cumi na babiri, ati «Namwe se murashaka kwigendera?»

68Simoni Petero aramusubiza ati «Nyagasani, twasanga nde wundi, ko ari wowe ufite amagambo y'ubugingo bw'iteka.

69Twe twaremeye, kandi tuzi ko uri Intungane y'Imana.»

70Yezu arababwira ati «Si jye wabatoye uko muri Cumi na babiri? Nyamara umwe muri mwe ni uwa Sekibi.»

71Uwo ni Yuda, mwene Simoni Isikariyoti, Yezu yavugaga. Kuko ari we wari ugiye kumugambanira, n'ubwo yari umwe muri ba Cumi na babiri.

## Yohani 7

### Yezu ajya ku munsi mukuru w'ingando, akigisha

1Ibyo birangiye, Yezu akomeza kuzenguruka muri Galileya; ntiyashakaga kujya mu Yudeya, kuko Abayahudi bamuhigaga ngo bamwice.

2Umunsi mukuru w'Abayahudi witwa uw'Ingando ukaba wegereje.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Abavandimwe be baramubwira bati «Haguruka, ujye mu Yudeya, abigishwa bawe na bo babone ibikorwa ukora.

4Nta we ukorera ibintu ahihishe ashaka kuba ahagaragara; ubwo ukora bene ibyo, igaragarize isi.»

5Koko rero n'abavandimwe be ntibamwemeraga.

6Nuko Yezu arababwira ati «Igihe cyanjye ntikiragera, igihe cyanyu cyo gihora kiboneye.

7Isi ntishobora kubanga, ariko jye iranyanga, kuko mpamya ko ibyo ikora ari bibi.

8Mwe nimugende, mujye mu munsi mukuru; jye sinjya muri uwo munsi mukuru, kuko igihe cyanjye kitaruzuzwa.»

9Amaze kubabwira atyo, yihamira mu Galileya.

10Abavandimwe be bamaze kugenda bajya mu munsi mukuru, na we ajyayo, atari ku mugaragaro ahubwo nka rwihishwa.

11Abayahudi bamushakiraga mu munsi mukuru, babaririza bati «Mbese wa wundi ari hehe?»

12Rubanda bahwihwisaga byinshi bimwerekeyeho, bamwe bati «Ni umuntu mwiza», abandi bati «Oya, ahubwo arayobya rubanda.»

13Nta muntu watinyukaga kuvuga ibimwerekeyeho yeruye, kuko batinyaga Abayahudi.

14Umunsi mukuru ugeze hagati, Yezu ajya mu Ngoro y'Imana, arigisha.

15Abayahudi baratangara, baravuga bati «Uyu ashobora ate kumenya Ibyanditswe, atarigeze yiga ?»

16Yezu arabasubiza ati «Inyigisho mvuga, si izanjye, ahubwo ni iz'Uwantumye.

17Ukereye gukora icyo Imana ishaka, amenyeraho ko inyigisho mvuga ari iz'Imana, cyangwa se ko ari izo nihimbira ubwanjye.

18Uvuga ibye bwite, aba ashaka kwihesha ikuzo, naho ushaka ikuzo ry'Uwamutumye, uwo ni umunyakuri, kandi nta kinyoma kimurangwaho.

19Mbese nta mategeko Musa yabahaye? Nyamara nta n'umwe muri mwe uyakurikiza.

20Kuki mushaka kunyica?» Rubanda baramusubiza bati «Aho ntuhanzweho na roho mbi? Ni nde ushaka kukwica?»

21Yezu arabasubiza ati «Nakoze igikorwa kimwe, mwese muratangara.

22Musa yabahaye umuhango wo kugenya kandi utamuturutseho, ahubwo yarawukuye kuri ba sogokuruza, maze mukagenya umuntu ku isabato.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

23Niba umuntu agenywa ku munsi w'isabato, ntibyice itegeko rya Musa, mutewe n'iki kundakarira kuko nakijije umuntu ku munsi w'isabato?

24Ntimugace urubanza mukurikije ibigaragara, ahubwo mujye muruca mukurikije ubutabera.»

### Abantu bajya impaka bibaza Yezu uwo ari we

25Bamwe mu batuye i Yeruzalemu baravuga bati «Uriya si wa wundi bahigaga bashaka kumwica?

26Nyamara dore aravugira mu ruhame, nta cyo bavuga. Aho abategetsi bacu ntibamenye by'ukuri ko ari we Kristu?

27Ariko uyu tuzi aho akomoka, naho Kristu naza, nta we uzamenya aho aturuka.»

28Yezu yigishiriza mu Ngoro y'Imana aranguruye ijwi, ati «Ni koko muranzi kandi muzi n'aho nkomoka! Icyakora sinaje ku bwanjye; Uwantumye ni We Munyakuri, Uwo mwe ntimumuzi.

29Jye ndamuzi, kuko ari We nkomokaho, kandi akaba ari We wantumye.»

30Ni bwo bashatse kumufata, ariko ntihagira n'umwe umukozaho n'urutoki, kuko igihe cye cyari kitaragera.

31Icyakora benshi muri rubanda baramwemera, baravuga bati «Kristu naza, aho azakora ibimenyetso biruta ibyo uyu akora ?»

### Abafarizayi bohereza intumwa zo gufata Yezu

32Abafarizayi bumvise ko rubanda rukomeza guhwihwisa ibyo byose, bo n'abatware b'abaherezabitambo bohereza abagaragu babo ngo bamufate.

33Yezu aravuga ati «Ndacyari kumwe namwe igihe gito, nyuma ngasanga Uwantumye.

34Muzanshaka mumbure, kandi ntimuteze kugera aho nzaba ndi.»

35Abayahudi batangira kubazanya bati «Agiye kuzajya he, tutazamusanga? Azabe agiye gusanga Abayahudi batataniye mu banyamahanga, maze akigisha abanyamahanga?

36Aya magambo avuze arashaka kuvuga iki, ngo 'Muzanshaka mumbure, kandi ntimuteze kugera aho nzaba ndi'?»

### Yezu asezeranya amazi y'ubugingo

37Ku munsi usoza iminsi mikuru, ari na wo uyirusha ibirori, Yezu arahagarara, arangurura ijwi ati «Ufite inyota nansange anywe.

38Unyemera, nk'uko byanditswe, imigezi y'amazi atanga ubugingo izamuvubukamo.»


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

39Ibyo yabivuze abyerekeje kuri Roho uzahabwa abamwemera. Kugeza icyo gihe, Roho yari ataratangwa, kuko Yezu yari atarahabwa ikuzo rye.

### Bongera kugira impaka inkomoko ya Kristu

40Benshi muri rubanda bumvise ayo magambo, bati «Uyu ni we wa Muhanuzi koko.»

41Abandi bati «Ni Kristu.» Abandi na bo bati «Kristu azaturuke se mu Galileya?

42Ibyanditswe ntibivuga ko Kristu ari uwo mu nkomoko ya Dawudi, ko azaturuka ku musozi wa Betelehemu, aho Dawudi yavukiye ?»

43Ibyo bituma rubanda bicamo ibice kubera we.

44Bamwe muri bo bashakaga kumufata, ariko ntihagira umukozaho n'urutoki.

45Nuko abagaragu baragaruka basanga abatware b'abaherezabitambo n'Abafarizayi; barababaza bati «Ko mutamuzanye ni iki?»

46Abagaragu barabasubiza bati «Nta muntu wigeze avuga nk'uwo muntu.»

47Abafarizayi bati «Ese namwe mwashukitse?

48Hari n'umwe mu Bategetsi cyangwa se mu Bafarizayi wamwemeye?

49Si rubanda ruriya rutazi amategeko? Ni ibivume.»

50Umwe muri bo, Nikodemu, wigeze gusanga Yezu mbere, arababwira ati

51«Harya amategeko yacu apfa gucira umuntu urubanza, batabanje kumwumva ngo bamenye icyo yakoze?»

52Baramusubiza bati «Mbese nawe uri Umunyagalileya? Uzashishoze, uzasanga ari nta muhanuzi uvuka mu Galileya!»

53Nuko bose barikubura barataha, umwe iwe, undi iwe.

## Yohani 8

### Umugore wafashwe asambana

1Naho Yezu yigira ku musozi w'Imizeti.

2Bugicya, agaruka mu Ngoro y'Imana, rubanda rwose baza bamugana, maze aricara arabigisha.

3Ni bwo abigishamategeko n'Abafarizayi bamuzaniye umugore wari wafashwe asambana, bamuhagarika hagati.

4Babwira Yezu bati «Mwigisha, uyu mugore bamufashe asambana.

5Mu Mategeko , Musa yadutegetse kwicisha amabuye abagore nk'aba. Wowe se ubivugaho iki?»


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6Ibyo babivugiraga kumwinja, bagira ngo babone ibyo bamurega. Ariko Yezu ariyunamira atangira kwandikisha urutoki ku butaka.

7Bakomeje kumubaza, arunamuka arababwira ati «Muri mwe udafite icyaha, ngaho namubanze ibuye.»

8Yongera kunama, akomeza kwandika ku butaka.

9Bumvise avuze atyo, batangira kugenda umwe umwe, bahereye ku basaza.

10Nuko Yezu asigara aho wenyine na wa mugore agihagaze aho hagati.

11Yezu yunamutse aramubaza ati «Mugore, ba bandi bari he? Nta n'umwe waguciriye urubanza?» Umugore arasubiza ati «Nta n'umwe, Mwigisha.» Yezu aramubwira ati «Nanjye rero singuciriye urubanza; genda ariko uherukire aho gucumura ukundi.»

### Yezu rumuri rw'isi

12Nuko Yezu yongera kubabwira ati «Ndi urumuri rw'isi, unkurikira ntazagenda mu mwijima, ahubwo azatunga urumuri rw'ubugingo.»

### Impaka zibyawe n'uko Yezu yitanzeho umugabo

13Abafarizayi baramubwira bati «Ubwo ari wowe ubwawe uhamya ibikwerekeyeho, ibyo uhamya si iby'ukuri!»

14Yezu arabasubiza ati «N'ubwo ari jye uhamya ibinyerekeyeho, ibyo mpamya ni ukuri, kuko nzi aho nturuka n'aho ngana, naho mwe ntimuzi aho nturuka n'aho ngana.

15Mwe muca urubanza mukurikije umubiri, jye nta we ncira urubanza.

16N'iyo nciye urubanza, ruba ari urw'ukuri, kuko mba ntari jyenyine, ahubwo mba ndi kumwe na Data wantumye.

17Ni na ko byanditse mu Mategeko yanyu ngo *'Icyo abagabo babiri bemeje, kiba ari icy'ukuri.'*

18Koko ni jye uhamya ibinyerekeyeho, ariko na Data wantumye na we arabyemeza.»

19Baramubwira bati «So aba hehe?» Yezu arabasubiza ati «Ari jye ari na Data, nta we muzi; iyaba mwari munzi, mwamenye na Data.»

20Ayo magambo Yezu yayavugiye iruhande rw'ububiko, aho yigishirizaga mu Ngoro y'Imana. Ntihagira umufata, kuko igihe cye cyari kitaragera.

### Yezu aburira Abayahudi b'abemeragato

21Yezu yongera kubabwira ati «Ndagiye kandi muzanshaka, ariko muzapfana icyaha cyanyu. Aho ngiye ntimushobora kuhajya.»

22Abayahudi baravuga bati «Aho ntagiye kwiyahura, ubwo avuze ngo 'Aho ngiye


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ntimushobora kuhajya'?»

23Yezu arababwira ati «Mwe muri abo hasi, jye nkaba uwo hejuru; mwe muri abo kuri iyi si, jye sindi uwo kuri iyi si.

24Nababwiye ko muzapfana ibyaha byanyu. Muramutse mutemeye ko ndi uriho, muzapfana ibyaha byanyu.»

25Nuko baramubaza bati «Uri nde?» Yezu arabasubiza ati «Ndi uwo nababwiye ngitangira.

26Mfite byinshi mbavugaho n'urubanza nabacira. Ariko Uwantumye ni umunyakuri, kandi ibyo namwumvanye ni byo mbwira isi.»

27Ntibamenya ko yababwiraga Se.

28Yezu yungamo ati «Nimumara kwerereza Umwana w'umuntu, icyo gihe muzamenya ko ndi uriho, kandi ko ari nta cyo nkora ku bwanjye, ahubwo mvuga nk'uko Data yambwirije.

29Uwantumye turahorana, ntiyansize jyenyine, kuko mpora nkora ibimunyura.»

30Amaze kuvuga atyo, benshi baramwemera.

### Yezu na Abrahamu

31Nuko Yezu abwira Abayahudi bari bamwemeye, ati «Nimukomera ku ijambo ryanjye muzaba mubaye abigishwa banjye by'ukuri.

32Kandi muzamenya ukuri, maze ukuri kubahe kwigenga.»

33Baramusubiza bati «Turi abo mu nkomoko ya Abrahamu, nta wigeze atwigarurira. Watubwira ute ngo muzigenga?»

34Yezu arabasubiza ati «Ndababwira ukuri koko: umuntu wese ukora icyaha aba ari umugaragu w'icyaha.

35Burya umugaragu ntahora iteka mu nzu, ahubwo umwana ni we uyihoramo.

36Mwana nabakura ku bugaragu, icyo gihe muzaba mubaye abigenga koko.

37Nzi ko mukomoka kuri Abrahamu, ariko murashaka kunyica, kuko ijambo ryanjye mutariziririkana.

38Jye mvuga ibyo nabonye kwa Data, namwe mukora ibyo mwumvanye so.»

39Baramusubiza bati «Umubyeyi wacu ni Abrahamu.» Yezu na we arababwira ati «Niba muri abana ba Abrahamu, nimukore ibyo Abrahamu yakoze.

40Ubu rero murashaka kunyica, jye ububwira ukuri numvanye Imana. Ibyo Abrahamu ntiyabikoze.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

41Mwe murakora ibyo so akora.» Baramubwira bati «Nta bwo turi ibibyarirano. Dufite Data umwe, ni Imana.»

42Yezu arababwira ati «Iyaba Imana yari so mwankunze, kuko nkomoka ku Mana, nkaba naraje. Sinaje ku bwanjye, ni We wantumye.

43Kuki mudasobanukirwa n'ibyo mvuga? Ni uko mudashobora kwakira ijambo ryanjye.

44Ubabyara koko ni Sekibi, none murashaka gukora ibyo so yifuza. Kuva mu ntangiriro yamye ari umwicanyi, kandi ntiyigeze aba mu kuri, kuko atigeze atunga ukuri. Igihe avuga ibinyoma, aba avuga ibiri ibye, kuko yamye ari umubeshyi, ndetse akaba na Sekinyoma.

45None jye navuga ukuri, mukanga kwemera.

46Muri mwe, ni nde wampamya icyaha? Niba rero mvuga ukuri, mubuzwa n'iki kunyemera?

47Umuntu w'Imana yumva amagambo y'Imana. Ngaho mwamenya igituma mutumva, ni uko mutari ab'Imana.»

48Abayahudi baramusubiza bati «Si ngaha twavuga ukuri, ko uri Umunyasamariya kandi ko wahanzweho na Sekibi?»

49Yezu arasubiza ati «Simpanzweho na Sekibi, ahubwo nubaha Data, naho mwe ntimunyubahe.

50Jye simparanira ikuzo ryanjye, hari Undi uriharanira agaca n'urubanza.

### Ukomera ku magambo ya Yezu ntazapfa

51Ndababwira ukuri koko: ukomera ku magambo yanjye, ntateze gupfa bibaho.»

52Abayahudi baramubwira bati «Ngaha twamenya ko wahanzweho na Sekibi! Abrahamu yarapfuye, n'abahanuzi barapfa. None wowe uravuga ngo 'Ukomera ku magambo yanjye, ntazakorwaho n'urupfu bibaho.'

53Uzabe se uruta umubyeyi wacu Abrahamu wapfuye? N'abahanuzi na bo barapfuye! None ubwawe, wibwira ko uri iki?»

54Yezu arabasubiza ati «Niba ubwanjye niha ikuzo, ikuzo ryanjye ryaba ari ubusa. Data ni we umpa ikuzo, ari na we muvuga ngo ni Imana yacu.

55Nyamara ntimumuzi, ariko jye ndamuzi; ndamutse mvuze ko ntamuzi, naba ndi umubeshyi nkamwe. Ni koko ndamuzi kandi ngakomera ku ijambo rye.

56Umubyeyi wanyu Abrahamu yahimbajwe no kubona umunsi wanjye, yarawubonye maze aranezerwa.»

57Abayahudi baramubwira bati «Uba utaragira imyaka mirongo itanu, none ngo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

wabonye Abrahamu!»

58Yezu arababwira ati «Ndababwira ukuri koko: Abrahamu atarabaho nari ndiho.»

59Ni bwo bafashe amabuye yo kumutera; Yezu arihisha, nuko ava mu rugo rw'Ingoro y'Imana.

## Yohani 9

### Yezu ahumura impumyi yabuvukanye

1Yihitira abona umuntu wavutse ari impumyi.

2Maze abigishwa be baramubaza bati «Mwigisha, uwacumuye ni nde, ari uyu muntu, ari n'ababyeyi be, kugira ngo avuke ari impumyi ?»

3Yezu arabasubiza ati «Ari we, ari n'ababyeyi be, nta wacumuye, ahubwo ni ukugira ngo ibyo Imana ikora bimugaragarireho.

4Ni ngombwa gukora imirimo y'Uwantumye hakibona; ijoro riraje, kandi muri ryo nta wagira icyo akora.

5Igihe nkiri ku isi, ndi urumuri rw'isi.»

6Amaze kuvuga atyo, acira hasi, amacandwe ye ayatobesha akondo, agasiga ku maso y'impumyi.

7Maze arayibwira ati «Jya kwiyuhagira mu cyuzi cya Silowe» (bivuga ngo: uwatumwe ). Nuko impumyi iragenda, iriyuhagira, ihindukira ibona.

8Bituma abaturanyi n'abandi bari barabonye asabiriza bavuga bati «Uriya si wa wundi wajyaga yirirwa yicaye asabiriza?»

9Bamwe bati «Ni we», abandi bati «Si we, ahubwo ni usa na we.» Arababwira ati «Ni jye.»

10Ni bwo bamubwiye bati «Amaso yawe yahumutse ate?»

11Arabasubiza ati «Ni wa muntu bita Yezu: yatobye akondo, akansiga ku maso, maze arambwira ati 'Jya mu cyuzi cya Silowe maze wiyuhagire.' Nuko njyayo, ndiyuhagira, none ndabona.»

12Baramubwira bati «Uwo muntu ari hehe?» Arabasubiza ati «Simpazi.»

13Nuko uwahoze ari impumyi bamushyira Abafarizayi.

14Hari ku munsi w'isabato igihe Yezu atobye akondo, agahumura amaso ye.

15Abafarizayi na bo bongera kumubaza uko yahumutse. Arababwira ati «Yansize akondo ku maso, ndiyuhagira, none ndabona.»

16Bamwe mu Bafarizayi baravuga bati «Uwo muntu ntakomoka ku Mana, kuko

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

atubahiriza isabato.» Ariko abandi bati «Bishoboka bite ko umunyabyaha yakora ibitangaza nk'ibi?» Ni bwo biciyemo ibice.

17Barongera babwira impumyi bati «Wowe se, uwaguhumuye umuvugaho iki?» Arababwira ati «Ni umuhanuzi.»

18Abayahudi banga kwemera ko yari impumyi n'uko yahumutse, bigeza igihe bahamagaje ababyeyi be.

19Barababaza bati «Uyu koko ni umwana wanyu muvuga ko yavutse ari impumyi? Ubu se ahumutse ate?»

20Ababyeyi be barasubiza bati «Icyo tuzi, ni uko uyu ari umwana wacu kandi ko yavutse ari impumyi.

21Uko byagenze kugira ngo abone ntitubizi, n'uwamuhumuye amaso ntitumuzi. Nimumwibarize, ni mukuru, niyivugire ubwe».

22Ababyeyi be bavuze batyo babitewe no gutinya Abayahudi, kuko Abayahudi bari babyumvikanyeho ko umuntu wese uzemera ko Yezu ari Kristu, bazamuca mu isengero.

23Ni cyo cyateye ababyeyi be kuvuga bati «Arakuze, nimumwibarize.»

24Abayahudi bongera guhamagara ubwa kabiri uwo muntu wahoze ari impumyi, baramubwira bati «Singiza Imana, twe tuzi ko uwo muntu ari umunyabyaha.»

25Arababwira ati «Niba ari umunyabyaha, ibyo simbizi; icyo nzi ni kimwe: ni uko nari impumyi none nkaba mbona!»

26Bongera kumubaza bati «Yakugenjereje ate? Yaguhumuye amaso ate?»

27Arabasubiza ati «Nabibabwiye kandi ntimwabyumva, murashaka kongera kubyumvira iki? Namwe se murashaka kuba abigishwa be?»

28Nuko bamuhunda ibitutsi, bati «Urakaba umwigishwa we, twe turi abigishwa ba Musa.

29Tuzi ko Imana yavuganye na Musa, ariko we ntituzi aho aturuka.»

30Wa muntu arabasubiza ati «Ibyo biratangaje, kuba mutazi aho aturuka kandi yampumuye amaso.

31Tuzi neza ko Imana itumva abanyabyaha, tukamenya ko uwubaha Imana, agakora icyo ishaka, imwumva.

32Kuva na kera kose nta wigeze yumva bavuga ko hari uwahumuye uwavutse ari impumyi.

33Uwo muntu iyo adaturuka ku Mana, nta cyo aba yashoboye gukora.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

34Baramusubiza bati «Wazikamye wese mu byaha ukivuka, none ni wowe ugiye
kutwigisha?» Nuko bamusuka hanze.

35Yezu aza kumva ko bamuroshye hanze. Bahuye, Yezu aramubaza ati «Wemera
Umwana w'umuntu ?»

36We arasubiza ati «Nyakubahwa, ni nde ngo mwemere?»

37Yezu aramubwira ati «Wamubonye, kandi ni We muvugana.»

38Ni bwo avuze ati «Ndemera, Nyagasani.» Nuko arapfukama aramuramya.

39Yezu aramubwira ati «Naje mu nsi nje guca urubanza, kugira ngo abatabona
bahumuke, maze ababona babe impumyi.»

40Bamwe mu Bafarizayi bari kumwe na we babyumvise, baramubwira bati «Natwe
se turi impumyi?»

41Yezu arabasubiza ati «Iyo muba impumyi, nta cyaha mwajyaga kugira. None ubwo
mugize ngo 'Turabona', icyaha cyanyu kigumyeho.

## Yohani 10

### Ikigereranyo cy'umushumba mwiza

1Ndababwira ukuri koko: umuntu utinjirira mu irembo ry'urugo rw'intama, ahubwo
akuririra ahandi, aba ari umujura n'igisambo.

2Unyura mu irembo we, aba ari umushumba w'intama.

3Uwugarira irembo, aramwugururira, n'intama zikumva ijwi rye; maze agahamagara
intama ze mu mazina yazo, nuko akazahura.

4Intama ze zose iyo amaze kuzikura mu rugo, azijya imbere, zikamukurikira, kuko
ziba zisanzwe zizi ijwi rye.

5Ntizikurikira uw'ahandi, ahubwo ziramuhunga, kuko ziba zitazi ijwi ry'ab'ahandi.»

6Yezu yabahaye icyo kigereranyo, ariko bo ntibamenya icyo yashakaga kubabwira.

7Nuko Yezu ati «Ndababwira ukuri koko: ni jye rembo ry'intama.

8Abandi bose baje mbere yanjye, ni abajura n'ibisambo, n'intama zanze kubumva.

9Ni jye rembo; uzanyuraho yinjira azakizwa, azishyira yizane kandi abone urwuri.

10Umujura agenzwa no kwiba, no kwica, no kurimbura. Jye rero nazanywe no kugira
ngo intama zigire ubugingo, kandi zibugire busagambye.

11Ni jye mushumba mwiza. Umushumba mwiza yigurana intama ze.

12Naho umucanshuro utari umushumba, ntabe na nyir'intama, abona ikirura kije,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

agatererana intama agahunga; ikirura kikaziraramo kikazitatanya.

13Agenza atyo abitewe n'uko aba ari umucanshuro, maze intama ntizibe zimushishikaje.

14Ni jye mushumba mwiza; nzi intama zanjye, na zo zikamenya,

15mbese nk'uko Data anzi, nanjye kandi nkamenya Data. Ndetse nemera guhara ubugingo bwanjye, nkabutangira intama zanjye.

16Mfite n'izindi ntama zitari muri uru rugo, na zo ngomba kuzizana zikazumva ijwi ryanjye, maze hakaba igikumba kimwe n'umushumba umwe.

17Ngicyo igitera Data kunkunda, kuko ntanga ubuzima bwanjye kugira ngo mbusubirane.

18Nta we ubunyaga, ahubwo ni jye ubwanjye ubutanga. Mfite ububasha bwo kubutanga nkagira n'ububasha bwo kubwisubiza. Iryo ni itegeko nahawe na Data.»

19Abayahudi bongera kwicamo ibice babitewe n'ayo magambo.

20Benshi muri bo bati «Yahanzweho na roho mbi, ndetse yasaze; mumuteze amatwi mushaka iki?»

21Abandi ariko bati «Aya magambo si ay'uwahanzweho na roho mbi; roho mbi yashobora ite guhumura amaso y'impumyi?»

### Umunsi mukuru w'itahwa ry'Ingoro y'Imana

22I Yeruzalemu bahimbazaga umunsi mukuru wo gutaha Ingoroy'Imana. Hari mu itumba.

23Yezu yagendagendaga mu Ngoro yImana mu nsi y'Ibaraza rya Salomoni.

24Abayahudi baramukikiza, maze baramubaza, bati «Uzakomeza kuturerega na ryari? Niba uri Kristu bitwerurire, ubitubwire.»

25Yezu arabasubiza ati «Ndababwira mukanga kwemera; ibikorwa nkora mu izina rya Data, ni byo bihamya ibyanjye.

26Mwe ntimwemera, kuko mutari abo mu ntama zanjye.

27Intama zanjye zumva ijwi ryanjye, ndazizi, na zo zikankurikira.

28Nziha ubugingo bw'iteka, kandi ntiziteze gupfa bibaho; byongeye kandi nta n'uzazinkura mu kiganza.

29Data wazimpaye, aruta byose, kandi nta wagira icyo ashikuza mu kiganza cya Data.

30Jye na Data turi umwe.»

31Abayahudi bongera gufata amabuye yo kumutera.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

32Ni bwo Yezu ababwiye ati «Naberetse ibikorwa byiza byinshi bituruka kuri Data, none muri ibyo bikorwa icyo munterera amabuye ni ikihe?»

33Abayahudi baramusubiza bati «Si igikorwa cyiza gituma tugutera amabuye; turakuziza igitutsi ututse Imana, kuko uri umuntu maze ukigira Imana.»

34Yezu arabasubiza ati «Mu Mategeko yanyu ntihanditse ngo *'Naravuze nti: muri imana '?*

35Ubwo Amategeko yita imana ababwiwe ijambo ry'Imana, kandi Ibyanditswe bidashobora kuvuguruzwa,

36mushobora mute kubwira uwo Data yatagatifuje akamutuma mu nsi, ngo 'Uratuka Imana', ari uko ngize nti 'Ndi Umwana w'Imana'?

37Niba koko ndakora ibikorwa bya Data, nimureke kunyemera.

38Ariko niba mbikora, maze mukanga kunyemera, nimwemere byibura ibikorwa nkora kugira ngo mumenye kandi mwemere ko Data andimo nanjye nkaba muri Data.»

39Nuko bongera gushaka kumufata, abaca mu myanya y'intoki.

### Yezu yitarurira hakurya ya Yorudani

40Asubira hakurya ya Yorudani, aho Yohani yajyaga abatiriza mbere, agumayo.

41Abantu benshi barahamusanga bavuga bati «Nta gitangaza na kimwe Yohani yigeze akora, ariko ibyo yamuvuzeho byari ukuri.»

42Abari aho benshi baramwemera.

## Yohani 11

### Yezu azura Lazaro

1I Betaniya, ku musozi Mariya na mwene nyina Marita bari batuyeho, hari umurwayi witwa Lazaro.

2Mariya ni we wari wasizeNyagasani umubavu, umusatsi we akawuhanaguza ibirenge bye. Lazaro wari urwaye yari musaza we.

3Nuko bashiki be batuma kuri Yezu, bati «Mwigisha, uwo ukunda ararwaye.»

4Yezu abyumvise, aravuga ati «Iyo ndwara si iyo kumwica, ahubwo ni iyo kugaragaza ikuzo ry'Imana, ndetse igahesha ikuzo Umwana w'Imana.»

5Yezu yakundaga cyane Marita na mwene nyina na Lazaro.

6Yumvise ko Lazaro arwaye, amara iminsi ibiri aho yari ari.

7Hanyuma abwira abigishwa be ati «Nimuze dusubire mu Yudeya.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8Abigishwa baramubwira bati «Mwigisha, vuba aha Abayahudi bashakaga kugutera amabuye, none usubiyeyo!»

9Yezu arabasubiza ati «Mbese umunsi ntufite amasaha cumi n'abiri? Iyo umuntu agenda ku manywa ntatsitara, kuko aba abona urumuri rw'iyi si.

10Ariko umuntu ugenda nijoro aratsitara, kuko aba adafite urumuri.»

11Amaze kubabwira ibyo, yungamo, ati «Incuti yacu Lazaro arasinziriye, ngiye kumukangura.»

12Abigishwa be baramubwira bati «Mwigisha, niba asinziriye azakira.»

13Yezu yashakaga kuvuga ko yapfuye, bo bumva ko yaheranywe n'ibitotsi.

14Yezu noneho araberurira, ati «Lazaro yarapfuye.

15Mutumye nishimira ko ntahabaye, kugira ngo mwemere. Ariko nimuze tumusange.»

16Nuko Tomasi witwaga Didimi abwira abandi bigishwa, ati «Reka tujyane, natwe tuzapfane na we.»

17Yezu agezeyo, asanga Lazaro amaze iminsi ine mu mva.

18Kuva i Betaniya kugera i Yeruzalemu, hari nk'intera y'amasitadi cumi n'atanu.

19Hari haje Abayahudi benshi kwa Marita na Mariya kubahoza urupfu rwa musaza wabo.

20Marita yumvise ko Yezu aje, ajya kumusanganira, Mariya we asigara imuhira.

21Marita abwira Yezu, ati «Mwigisha, iyo uba hano musaza wanjye ntaba yarapfuye.

22Ariko n'ubu ngubu, nzi ko icyo wasaba Imana cyose, Imana yakiguha.»

23Yezu ati «Musaza wawe azazuka.»

24Marita arasubiza ati «Nzi ko azazuka igihe cy'izuka ku munsi w'imperuka.»

25Yezu aramubwira ati «Ni jye zuka n'ubugingo; unyemera, n'aho yaba yarapfuye, azabaho.

26Byongeye umuntu wese uriho kandi akanyemera, ntateze gupfa. Ibyo urabyemera?»

27Marita ati «Yego, Nyagasani, nemera ko uri Kristu Umwana w'Imana waje muri iyi si.»

28Amaze kuvuga atyo, ajya guhamagara mwene nyina Mariya. Aramwongorera ati «Umwigisha ari hano kandi araguhamagara.»

29Mariya abyumvise, aherako arabaduka, aramusanga.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

30Ubwo Yezu yari ataragera aho atuye, yari agihagaze aho Marita yari yamusanganiriye.

31Nuko Abayahudi bari kumwe na Mariya mu nzu baje kumuhoza, babonye abadutse agenda, baramukurikira bibwira ko agiye kuririra ku mva.

32Mariya ageze aho Yezu yari ari, ngo amukubite amaso aramupfukamira, ati «Nyagasani, iyo uba hano, musaza wanjye ntaba yarapfuye.»

33Yezu amubonye arira, n'Abayahudi bamuherekeje na bo barira, ashenguka umutima maze avugana ikiniga,

34ati «Mwamushyinguye hehe?» Baramubwira bati «Nyagasani, ngwino urebe.»

35Nuko Yezu asuka amarira.

36Abayahudi baravuga bati «Nimurebe ukuntu yamukundaga.»

37Ariko bamwe muri bo baravuga bati «Uwashoboye guhumura ya mpumyi, yari ananiwe kubuza uyu gupfa?»

38Yezu yongera gushenguka umutima maze ajya ku mva; iyo mva yari ubuvumo bari bakingishije ibuye.

39Yezu ati «Nimukureho ibuye.» Marita, mushiki w'uwapfuye, aravuga ati «Nyagasani ubu aranuka: uyu munsi ni uwa kane.»

40Yezu aramubwira ati «Sinakubwiye ko niwemera uri bubone ikuzo ry'Imana?»

41Nuko ibuye barikuraho. Yezu yubura amaso ayerekeza hejuru, avuga ati «Dawe, ndagushimira kuko wanyumvise.

42Jye nari nsanzwe nzi ko unyumva, none mbivugiye aba bantu bankikije, ngira ngo bemere ko ari wowe wantumye.»

43Amaze kuvuga atyo, arangurura ijwi rihanitse, ati «Lazaro, ngwino, sohoka.»

44Uwari warapfuye arasohoka, aza ibiganza n'ibirenge bigihambiriye, no mu maso hagipfukishije ibitambaro. Yezu arababwira ati «Nimumuhambure, maze mumureke agende.»

### Abatware b'Abayahudi bajya inama yo kwica Yezu

(Mt 26,1–5 ; Mk 14,1–2 ; Lk 22,1–2)

45Benshi mu Bayahudi bari baje kwa Mariya, bamaze kubona ibyo Yezu akoze, baramwemera.

46Abandi muri bo basanga Abafarizayi, babatekerereza ibyo Yezu yakoze.

47Nuko abatware b'abaherezabitambo n'Abafarizayi bakoranya inama nkuru, baravuga bati «Turabigenza dute, ko uriya muntu akomeza gukora ibitangaza byinshi?

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

48Nitumureka agakomeza kuriya, bose bazamwemera, maze Abanyaroma baze badusenyere Ingoro kandi barimbure abaturage.»

49Umwe muri bo witwaga Kayifa, wari umuherezabitambo mukuru uwo mwaka, arababwira ati «Nta cyo mubyumvamo!

50Ntimubona ko ikiruta ari uko umuntu umwe yapfa mu kigwi cy'imbaga, aho kugira ngo igihugu cyose kirimbuke!»

51Ibyo ntiyabivuze ku bwe; yabitewe no kuba umuherezabitambo mukuru w'uwo mwaka bimuha guhanura, avuga ko Yezu yari agiye gupfira rubanda.

52Bitari no gupfira rubanda gusa, ndetse no gukoranya abana b'Imana batatanye, akababumbira hamwe.

53Nuko guhera uwo munsi bashaka uko bamwicisha.

54Yezu na we ntiyongera kujya agaragara hagati y'Abayahudi, ahubwo ajya ahantu hafi y'ubutayu, mu mugi witwa Efurayimu, agumayo kumwe n'abigishwa be.

### Yezu asigwa amavuta ku birenge

(Mt 26,6–13 ; Mk 14,3–9)

55Icyo gihe, Pasika y'Abayahudi yari yegereje; maze abantu bo mu misozi bajya i Yeruzalemu gukora imihango yo kwisukura, mbere ya Pasika.

56Bakomeza gushaka Yezu, maze uko bagahagaze mu Ngoro y'Imana, bamwe bati «Kuba ataje mu munsi mukuru mubitekerezaho iki?»

57Koko abatware b'abaherezabitambo n'Abafarizayi bari bategetse ko, nihagira umenya aho aherereye, ahavuga kugira ngo baze kumufata.

## Yohani 12

1Hasigaye iminsi itandatu Pasika ikaba, Yezu agaruka i Betaniya, aho Lazaro yari yarazuye mu bapfuye yabaga.

2Bahamuzimanirira ibya nimugoroba. Marita ni we waherezaga, naho Lazaro ari mu basangiraga na we.

3Nuko Mariya areba incuro y'amavuta y'umubavu w'ukuri kandi uhenda cyane, ayasiga ibirenge bya Yezu, abihanaguza umusatsi we, maze umubavu utama mu nzu yose.

4Ni bwo Yuda Isikariyoti, wo mu bigishwa be, wari ugiye kumugambanira, avuze ati

5«Nk'uriya mubavu wajyaga kugurwa amadenari magana atatu, agahabwa abakene, upfuye iki?»

6Ibyo ariko ntiyabivugiraga ko yari ababajwe n'abakene, ahubwo ni uko yari umujura; n'ubundi ni we wari umubitsi, akajya yiha ku byo bamubikije.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7Nuko Yezu aravuga ati «Nimumwihorere, kuko uwo mubavu ubikiwe umunsi wo kunshyingura mu mva.

8Abakene bo muzabahorana, ariko jye ntimuzamporana igihe cyose.»

9Nuko imbaga nyamwinshi y'Abayahudi iza kumenya ko Yezu yari aho ngaho; ni bwo baje, ariko batazanywe na Yezu gusa, ahubwo bashaka no kubona Lazaro yari yarazuye mu bapfuye.

10Nyamara abatware b'abaherezabitambo bajya inama yo kwica na Lazaro,

11kuko yatumaga Abayahudi benshi babacikaho, bakemera Yezu.

### Yezu yakirwa i Yeruzalemu nk'umwami

(Mt 21,1–11 ; Mk 11,1–11 ; Lk 19,28–40)

12Bukeye bwaho, abantu benshi bari baje mu munsi mukuru bamenya ko Yezu na we aje i Yeruzalemu.

13Bafata amashami y'imikindo, bajya kumusanganira, ari na ko batera hejuru bati «Hozana! Nahabwe impundu uje mu izina rya Nyagasani, ni we Mwami wa Israheli !»

14Yezu abonye icyana cy'indogobe acyicaraho, nk'uko byari byaranditswe ngo

15*«Witinya, Mwari wa Siyoni, dore Umwami wawe aje akugana, yicaye ku cyana cy'indogobe.»*

16Abigishwa be babanza kuyoberwa icyo ibyo bivuga, ariko Yezu amaze gukuzwa, babona kwibuka ko ibyo bintu ari we byari byaranditsweho, ari na ko banabimugiriye.

17Abari kumwe na we bose igihe ahamagaye Lazaro mu mva akamuzura mu bapfuye, na bo barabihamyaga.

18Ni na cyo cyatumye rubanda ruza kumusanganira, kuko rwari rwamenye ko yakoze icyo gitangaza.

19Nuko Abafarizayi baravugana bati «Ntimubona ko ari nta cyo bibamariye! Dore igihugu cyose cyashitse kimuyoboka!»

### Abanyamahanga bashaka kubona Yezu

20Hari n'Abagereki bari baje gusenga ku munsi mukuru.

21Begera Filipo wari uw'i Betsayida ho mu Galileya, baramwinginga bati «Nyakubahwa, turashaka kubona Yezu.»

22Filipo na we ajya kubibwira Andereya. Andereya na Filipo bajya kubibwira Yezu.

### Yezu yemeza ko urupfu rwe ruzamuhesha ikuzo

23Yezu abasubiza avuga ati «Koko igihe kirageze, cyo kugira ngo Umwana w'umuntu


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

akuzwe.

24Ndababwira ukuri koko: imbuto y'ingano iyo itaguye mu gitaka ngo ihugute, ikomeza kuba yonyine; naho iyo ihuguse, yera imbuto nyinshi.

25Ukunda ubuzima bwe arabubura, kandi uwanga ubuzima bwe muri iyi si azabukomeza kugeza mu bugingo bw'iteka.

26Ushaka kumbera umugaragu nankurikire, maze aho ndi, abe ari na ho umugaragu wanjye azaba. Byongeye, ungaragira, Data azamwubahiriza.

27Ubu ariko umutima wanjye urahagaze, mvuge ngo iki se? Dawe, iyi saha uyinkize ? Nyamara nzi ko ari cyo cyanzanye kugeza kuri iyi saha.

28Dawe, iheshe ikuzo!» Nuko ijwi rituruka mu ijuru riti «Nihesheje ikuzo kandi nzakomeza kuryihesha.»

29Abantu bari bahagaze aho kandi bari bumvise, baravuga bati «Ni inkuba ikubise.» Abandi na bo bati «Ni umumalayika umuvugishije.»

30Yezu arabasubiza ati «Iryo jwi si jye rivugiye, ahubwo ni mwebwe.

31Ubu igihe cyo gucira isi urubanza kirageze; ubu umutware w'iyi si agiye gusukwa hanze.

32Nanjye nimara kwererezwa hejuru y'isi, nzareshya bose mbiyegereze.»

33Ibyo yabivuze yerekana urupfu yari agiye kuzapfa.

34Nuko rubanda baramusubiza bati «Twumvise Amategeko avuga ko Kristu ahoraho iteka, none wowe wavuga ute ko Umwana w'umuntu azererezwa? Mbese uwo Mwana w'umuntu ni nde?»

35Yezu arababwira ati «Ubu ni igihe gito urumuri rubarimo; cyo nimugende mugifite urumuri, umwijima utabatungura, kuko ugenda mu mwijima, atamenya aho agana.

36Igihe mugifite urumuri, nimwemere urumuri, kugira ngo mube abana b'urumuri.» Yezu amaze kuvuga ibyo aragenda, ajya kubihisha.

### Abayahudi banga kwemera Yezu

37N'ubwo yari yaraberetse ibyo bimenyetso byose, ntibamwemeraga,

38bityo harangira ibyavuzwe n'umuhanuzi Izayi ati *«Nyagasani, ni nde wemeye ibyo yatwumvanye? Ni nde wahishuriwe ukuboko kwa Nyagasani ?»*

39Ngicyo icyatumaga badashobora kwemera. Izayi yunzemo ati

40*«Yabahumye amaso, imitima yabo ayigira urutare, kugira ngo amaso yabo atabona, n'umutima wabo ugasobanukirwa, maze bakazahinduka nkazabakiza.»*

41Izayi yavuze ibyo, kuko yari yabonye ikuzo rya Yezu, kandi abivuga ari we

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

abyerekejeho.

42Icyakora benshi, ndetse no mu batware baramwemeraga, ariko kubera Abafarizayi ntibatinyuke kubyemeza, banga gucibwa mu isengero,

43kuko bakunze ikuzo ry'abantu kuruta ikuzo ry'Imana.

44Nuko Yezu arangurura ijwi ati «Unyemera si jye aba yemeye, ahubwo aba yemeye Uwantumye,

45kandi rero umbona aba abonye n'Uwantumye.

46Naje mu nsi ndi urumuri, kugira ngo unyemera wese adahera mu mwijima.

47Nihagira uwumva amagambo yanjye ntayakurikize, si jye umucira urubanza, kuko ntazanywe no gucira isi urubanza, ahubwo naje gukiza isi.

48Ungaya kandi ntiyakire amagambo yanjye, afite umucamanza we: ijambo navuze ni ryo rizamucira urubanza ku munsi w'imperuka.

49Kuko ntavuze ku bwanjye, ahubwo Data wantumye ni We wantegetse ibyo mvuga, n'ibyo nzavuga.

50Kandi nzi ko itegeko rye ari ubugingo bw'iteka. Jye rero ibyo mvuga, mbivuga uko Data yabimbwiye.»

## Yohani 13

### Pasika ya nyuma; Yezu yoza ibirenge by'intumwa ze

1Mbere y'umunsi mukuru wa Pasika, Yezu amenye ko igihe cye cyageze cyo kuva kuri iyi si agasanga Se, uko yagakunze abe bari mu nsi, abakunda byimazeyo.

2Nuko nimugoroba igihe bafunguraga, Sekibi akaba yashyize mu mutima wa Yuda mwene Simoni Isikariyoti igitekerezo cyo kumugambanira,

3Yezu azirikanye ko Se yamweguriye byose, ko yaturutse ku Mana, kandi akaba ari Yo asanga,

4ni ko guhaguruka ava ku meza. Yikuramo umwitero we, afata igitambaro aragikindikiza.

5Nuko asuka amazi ku ibesani, atangira koza ibirenge by'abigishwa be, akajya abihanaguza igitambaro yari akindikije.

6Aza kugera imbere ya Simoni Petero, maze Petero aramubwira ati «Nyagasani, abe ari wowe unyoza ibirenge?»

7Yezu aramusubiza ati «Ibyo nkora ubu ntiwabimenya, ariko uzabimenya hanyuma.»

8Petero aramubwira ati «Ntuzigera na rimwe unyoza ibirenge.» Yezu aramusubiza ati «Ndamutse ntakogeje, ntuzagira umugabane hamwe nanjye.»


© 2012, Bible Society of Rwanda.

9Petero aramusubiza ati «Nyagasani, noneho si ibirenge gusa, dore n'amaboko ndetse n'umutwe!»

10Yezu aramusubiza ati «Uwiyuhagiye nta kindi aba ashigaje kitari ukoga ibirenge, kuko aba yisukuye wese. Namwe murasukuye, ariko si mwese.»

11Yari azi neza uri bumugambanire, bituma avuga ati «Mwese ntimusukuye.»

12Amaze kuboza ibirenge no gusubizamo umwitero we, asubira ku meza, arababwira ati «Aho mwumvise ibyo maze kubagirira?

13Munyita Umwigisha na Nyagasani, ni koko muvuga neza, kuko ndi we.

14Ubwo rero mbogeje ibirenge, kandi ndi Nyagasani n'Umwigisha, namwe murajye mwozanya ibirenge ubwanyu.

15Ni urugero mbahaye, kugira ngo uko nabagiriye, abe ari ko namwe mugirirana ubwanyu.

16Ndababwira ukuri koko: nta mugaragu usumba shebuja, kandi intumwa ntisumba uwayitumye.

17Ubwo mumenye ibyo, muzahirwa nimubikurikiza.

18Simvuze mwese: abo natoye ndabazi, ariko Ibyanditswe bigomba kuzuzwa ngo *'Uwo dusangira umugati ni we wanteye umugeri.'*

19Mbaburiye hakiri kare bitaraba, ngira ngo umunsi ibyo byabaye, muzemere ko ndi Uriho.

20Ndababwira ukuri koko: uwakiriye uwo ntumye, ni jye aba yakiriye, kandi unyakiriye aba yakiriye Uwantumye.»

### Yezu amenyesha ubugambanyi bwa Yuda
(Mt 26,20–25 ; Mk 14,17–21 ; Lk 22,21–23)

21Yezu amaze kuvuga ayo magambo, ashenguka umutima, maze avuga yemeza ati «Ndababwira ukuri koko: umwe muri mwe agiye kungambanira.»

22Abigishwa be batangira kurebana, bibaza uwo ashaka kuvuga.

23Nuko umwe mu bigishwa, uwo Yezu yakundaga, akaba yegamiye Yezu ku gituza.

24Simoni Petero amwicira ijisho, aramubwira ati «Mubaze uwo avuga uwo ari we.»

25Wa mwigishwa uko yakegamye mu gituza cya Yezu, aramubwira ati «Nyagasani, uwo uvuze ni nde?

26Yezu aramusubiza ati «Ni uwo ngiye gukoreza umugati nkawumuha.» Nuko akoza ikimanyu cy'umugati, agihereza Yuda mwene Simoni Isikariyoti.

27Yuda ngo amare kwakira uwo mugati, Sekibi amwinjiramo. Nuko Yezu aramubwira

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ati «Ibyo ugiye gukora, bigire vuba.»

28Ariko mu bari aho ku meza, ntihagira umenya ikimuteye kuvuga ibyo.

29Kubera ko Yuda yari asanzwe ari umubitsi, bamwe bakeka ko Yezu yashatse kumubwira ngo ajye kugura iby'umunsi mukuru, cyangwa se ngo agire icyo aha abakene.

30Amaze kumira icyo kimanyu cy'umugati, aherako asohoka. Hari nijoro.

### Yezu araga intumwa ze

31Yuda amaze kugenda, Yezu aravuga ati «Ubu rero Umwana w'umuntu ahawe ikuzo , n'Imana iherewe ikuzo muri we.

32Ubwo rero Imana iherewe ikuzo muri we, n'Imana izamuha ikuzo muri yo, kandi dore iri hafi yo kumukuza.

33Twana twanjye, ndacyari kumwe namwe igihe kigufi; muzanshaka, maze nk'uko nabibwiye Abayahudi, nti 'Aho ngiye ntimushobora kuhajya', namwe ubu ni byo mbabwiye.

34Mbahaye itegeko rishya: nimukundane, kandi mukundane nk'uko nabakunze.

35Icyo bose bazamenyeraho ko muri abigishwa banjye, ni urukundo muzaba mufitanye.

### Yezu abwira Petero ko azamwihakana
(Mt 26,31–35 ; Mk 14,27–31 ; Lk 22,31–34)

36Simoni Petero aramubwira ati «Nyagasani, ugiye kujya he?» Yezu aramusubiza ati «Aho ngiye kujya ubu ngubu, ntushobora kuhankurikira; ariko amaherezo uzahankurikira.»

37Petero aramubwira ati «Mwigisha, ubu se nabuzwa n'iki kugukurikira? No kugupfira nagupfira!»

38Yezu aramusubiza ati «Uzampfira? Ndakubwira ukuri koko: isake ntiza kubika, utaranyihakana gatatu.

## Yohani 14

### Yezu ni we nzira igeza ku Mana

1Ntimugakuke umutima. Nimwemere Imana nanjye munyemere.

2Mu nzu ya Data hari ibyicaro byinshi; iyo bitaba byo, mba narabibabwiye. Ubu ngiye kubategurira umwanya.

3Nimara kugenda, nkabategurira umwanya, nzagaruka mbajyane hamwe nanjye, kugira ngo aho ndi , namwe abe ari ho muba.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Aho ngiye murahazi n'inzira yaho murayizi.»

5Tomasi aramusubiza ati «Nyagasani, tube tutazi aho ugiye, ukabona ko twamenya inzira dute?»

6Yezu aramusubiza ati «Ni jye Nzira, n'Ukuri n'Ubugingo. Nta we ugera kuri Data atanyuzeho.

7Iyaba mwari munzi, na Data mwamumenya. Icyakora kuva ubu muramuzi kandi mwaramubonye.»

8Filipo ni ko guhita amubwira ati «Nyagasani, twereke So, biraba biduhagije.»

9Yezu aramusubiza ati «Filipo we, n'iminsi yose tumaranye, ukaba utanzi? Uwambonye aba yabonye na Data. Ushobora ute kuvuga ngo twereke So?

10Rwose ntimwemera ko ndi muri Data, na Data akaba muri jye ? Amagambo mbabwira sinyavuga ku bwanjye, ahubwo Data uhora muri jye, ni we ukora imirimo ye.

11Nimwemere ko ndi muri Data, na Data akaba muri jye. Byibuze nimwemezwe n'ibyo nkora.

12Ndababwira ukuri koko: unyemera azakora imirimo nkora, ndetse azakora n'ibitambutseho, kuko ngiye kwa Data.

13Byongeye kandi, icyo muzasaba Data cyose mu izina ryanjye, nzagikora, kugira ngo Data ahererwe ikuzo muri Mwana.

14Nimugira icyo musaba mu izina ryanjye, nzagikora.

### Yezu abasezeranya Umuvugizi Roho Mutagatifu

15Niba munkunda koko, muzubaha amategeko yanjye.

16Nanjye nzasaba Data, azabahe undi Muvugizi, uzaza kubana namwe iteka.

17Uwo ni Roho Nyir'ukuri isi idashobora kwakira, kuko itamubona kandi ntimumenye. Mwebwe ariko muramuzi, kuko abana namwe kandi akababamo.

18Sinzabasiga muri imfubyi, nzagaruka mbasange.

19Hasigaye igihe gito isi ntizongere kumbona. Ariko mwe muzambona, kuko ndiho kandi namwe mukazabaho.

20Uwo munsi muzamenya ko mba muri Data, kandi namwe mukaba muri jye, nk'uko nanjye ndi muri mwe.

21Umenya amategeko yanjye kandi akayubaha, ni we unkunda. Kandi rero unkunda, azakundwa na Data, nanjye nzamukunda kandi nzamwiyereka.»

22Yuda utari Isikariyoti aramubaza ati «Nyagasani, utewe n'iki kutwiyereka,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ntiwiyereke isi?»

23Yezu aramusubiza ati «Umuntu unkunda, azubaha ijambo ryanjye, Data azamukunda, maze tuzaze iwe tubane na we.

24Utankunda ntamenya n'ijambo ryanjye; kandi rero ijambo mwumvise si iryanjye, ni irya Data wantumye.

25Ibyo mbibabwiye nkiri kumwe namwe,

26ariko Umuvugizi Roho Mutagatifu, Data azohereza mu izina ryanjye, ni we uzabigisha byose, kandi abibutse n'ibyo nababwiye byose.

27Mbasigiye amahoro, mbahaye amahoro yanjye. Sinyabahaye nk'uko isi iyatanga. Ntimukuke umutima kandi ntimugire ubwoba.

28Mwumvise ko nababwiye nti 'Ndagiye kandi nzagaruka mbasange'. Iyaba mwankundaga, mwakwishimiye ko nsanze Data, kuko Data anduta.

29Dore mbibabwiye igihe cyabyo kitaragera, kugira ngo nibiba muzemere.

30Sinkivuganye namwe byinshi, kuko umugenga w'iyi si aje.

31Nta bushobozi amfiteho, ariko aje agira ngo isi imenye ko nkunda Data, kandi ko nkora uko Data yantegetse. Nimuhaguruke, tuve hano!

## Yohani 15

### Umuzabibu n'amashami yawo

1Ndi umuzabibu w'ukuri, naho Data akaba umuhinzi.

2Ishami ryose riterera imbuto muri jye, araritema; naho ishami ryera imbuto, araryicira agira ngo rirusheho kwera imbuto.

3Mwe murakeye kubera ijambo nababwiye.

4Nimube rero muri jyewe, nanjye mbe muri mwe. Uko ishami ridashobora kwera imbuto ku bwaryo ritari ku muzabibu, namwe ni ko mutakwera mutandimo.

5Jye ndi umuzabibu, mwe mukaba amashami. Uba rero muri jye, nanjye nkaba muri we, yera imbuto nyinshi; koko tutari kumwe nta cyo mwashobora.

6Utaba muri jye, azajugunywa nk'ishami ritera, maze yumagane, kandi bene ayo mashami barayasakuma, bakayajugunya mu muriro, agashya.

7Nimumbamo n'amagambo yanjye akababamo, muzasabe icyo muzashaka cyose muzagihabwa.

8Igihesha Data ikuzo ni uko mwakwera imbuto nyinshi, mukaba n'abigishwa banjye.

9Uko Data yankunze, ni ko nanjye nabakunze. Nimugume mu rukundo rwanjye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Nimwubaha amategeko yanjye, muzaguma mu rukundo rwanjye, nk'uko nanjye nubaha amategeko ya Data, maze nkaguma mu rukundo rwe.

### Itegeko ryo gukundana

11Ibyo mbibabwiye ngira ngo ibyishimo byanjye bibabemo, kandi ngo ibyishimo byanyu bisendere.

12Ngiri itegeko mbahaye: nimujye mukundana nk'uko nanjye nabakunze.

13Nta wagira urukundo ruruta urw'umuntu uhara amagara ye kubera incuti ze.

14Muba muri incuti zanjye, igihe mukora icyo mbategetse.

15Jye sinkibita abagaragu, kuko umugaragu atamenya icyo shebuja akora; ahubwo mbise incuti, kuko nabamenyesheje ibyo numvanye Data byose.

16Si mwe mwantoye, ahubwo ni jye wabatoye, maze mbashyiraho kugira ngo mugende, mwere imbuto, kandi imbuto yanyu igumeho; bityo icyo muzasaba Data cyose mu izina ryanjye, azakibahe.

17Icyo mbategetse ni uko mukundana.

### Isi yanga Yezu n'abe

18Isi nibazira, mumenye ko ari jye yabanje kwanga.

19Iyo muba ab'isi, isi yakunze ikiri icyayo; ariko kuko mutari ab'isi, kandi nkaba narabatoye mbakura mu isi, ni cyo isi izabaziza.

20Mwibuke ijambo nababwiye ko 'Nta mugaragu uruta shebuja.' Niba barantoteje namwe bazabatoteza, niba barubashye amagambo yanjye, n'ayanyu bazayubaha.

21Ibyo byose bazabibagirira babaziza izina ryanjye, kuko batazi Uwantumye.

22Iyo ntaza, byongeye iyo ntagira ijambo mbabwira, nta cyaha bajyaga kugira; ubu rero ntibafite uko bikuraho icyaha cyabo.

23Unyanga, aba yanze na Data.

24Iyo ntagaragariza muri bo ibikorwa bitigeze gukorwa n'undi wundi, nta cyaha bajyaga kugira; ubu rero barabibonye, bararenga baranyanga hamwe na Data.

25Ibyo rero byabaye kugira ngo ibyanditswe mu Mategeko byuzuzwe ngo *'Banyanze bampora ubusa.'*

26Ariko Umuvugizi nzaboherereza, aturutse kuri Data, Roho Nyir'ukuri ukomoka kuri Data, naza azambera umugabo.

27Namwe rero muzambera abagabo, kuko twabanye kuva mu ntangiriro.

## Yohani 16


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Abayoboke ba Yezu bazatotezwa

1Mbibabwiye ngira ngo ejo mudatsitara.

2Bazabaca mu masengero; ndetse n'igihe kirageze, maze uzabica wese azibwire ko
yubashye Imana.

3Ibyo bazabibagirira, babitewe n'uko batamenye Data nanjye ntibamenye.

4Ibyo mbibabwiye ngira ngo igihe cyabyo nikigera, muzibuke ko nababuriye.

### Ibikorwa bya Roho Mutagatifu

Sinabibabwiye ngitangira, kuko twari kumwe.

5Ubu rero nsanze Uwantumye, none muri mwe nta we umbaza ati 'Ugiye he?'

6Ubwo mbabwiye ibyo, umutima wanyu wuzuye ishavu.

7Ariko mbabwire ukuri, ngiye byabagirira akamaro; kuko ntagiye, Umuvugizi
ntiyabazamo, ariko ningenda nzamubohereza.

8Kandi namara kuza, azereka ab'isi aho icyaha cyabo kiri, n'aho ubutungane buri,
n'urubanza uko ruteye.

9Azabereka icyaha cyabo, kuko batanyemeye;

10azabereka aho ubutungane buri, kuko ngiye kwa Data, kandi mukaba
mutakimbonye;

11azabereka uko urubanza ruteye kuko Umutware w'iyi si yaciriwe urubanza.

12Ndacyafite byinshi nababwira, ariko ubu ntimwashobora kubyakira.

13Ariko Roho Nyir'ukuri uwo naza, azabayobora mu kuri kose, kuko atazavuga
yitumirije, ahubwo azavuga ibyo yumvise byose, kandi akazabahanurira n'ibizaza.

14Azampesha ikuzo, kuko azahabwa ku byanjye akabibamenyesha.

15Ibyo Data atunze byose ni ibyanjye; ni cyo kinteye kuvuga ko azafata ku byanjye
maze akabibamenyesha.

### Akababaro kazasimburwa n'ibyishimo

16Hasigaye akanya gato, ntimwongere kumbona, ariko mu kandi kanya
mukambona.»

17Nuko bamwe mu bigishwa be batangira kubwirana bati «Buriya se aratubwira iki,
ngo: ni akanya gato ntimumbone, mu kandi kanya mukambona, kandi ngo ngiye kwa
Data?»

18Baravuga bati «Iby'aka kanya gato bivuga iki? Ntituzi icyo ashaka kuvuga.»

19Yezu amenya ko bashaka kugira icyo bamubaza, arababwira ati «Murabazanya


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ibyo mvuze nti ’Mu kanya gato ntimuzambona, mu kandi kanya mukazambona.’

20Ndababwira ukuri koko: mwe muzarira ndetse muganye, ariko isi yo izishima. Mwe muzagira ishavu, ariko ishavu ryanyu rizabaviramo ibyishimo.

21Umugore iyo agiye kubyara, arababara, kuko igihe cye kiba kigeze, ariko yamara kubyara umwana, ntabe akibuka bwa bubabare, kubera ibyishimo by’uko havutse umuntu ku isi.

22Namwe ubu koko mufite ishavu, ariko nzongera mbabone, maze imitima yanyu inezerwe; kandi ibyishimo byanyu he kugira ubibavutsa.

23Uwo munsi kandi ntimuzongera kugira icyo mumbaza. Ndababwira ukuri koko: nimugira icyo musaba Data mu izina ryanjye, azakibaha.

24Kugeza ubu nta cyo mwigeze musaba mu izina ryanjye. Nimusabe muzahabwa, maze ibyishimo byanyu bisendere.

### Yezu yatsinze isi

25Ibyo nabibabwiye mu bigereranyo; igihe kirageze noneho simbe nkibabwiza ibigereranyo, maze mbabwire neruye ibyerekeye Data.

26Icyo gihe muzasaba mu izina ryanjye, simbabwiye ngo ni jye uzagira icyo mbasabira Data,

27kuko Data abakundira ko mwankunze, kandi mukemera ko nkomoka ku Mana.

28Nakomotse kuri Data, maze nza mu nsi; none mvuye mu nsi nsanga Data.»

29Abigishwa be baramubwira bati «Erega noneho uravuga weruye, ntukivugira mu bigereranyo.

30Ubu tumenye ko uzi byose, kandi ntukeneye ko hari uwakwiririrwa agira icyo akubaza; ngicyo n’igituma twemera ko ukomoka ku Mana.»

31Yezu arabasubiza ati «Noneho muremeye?

32Dore igihe kiregereje, ndetse cyageze, maze mugatatana, umwe ukwe undi ukwe; mukansiga jyenyine. Mumenye ariko ko ntari jyenyine, kuko Data ari kumwe nanjye.

33Ibi mbibabwiye ngira ngo muhore munkesha amahoro. Hano mu nsi muzahagirira amakuba, ariko nimukomere: isi narayitsinze.»

## Yohani 17

### Yezu asabira abe kuba umwe

1Yezu amaze kuvuga atyo, yubura amaso ayerekeza ku ijuru, aravuga ati «Dawe, igihe kirageze, hesha ikuzo Umwana wawe, kugira ngo Umwana wawe na we aguheshe ikuzo,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2nk'uko wamuhaye ububasha ku kiremwa cyose, ugira ngo abo wamuhaye bose, abahe ubugingo bw'iteka.

3Ubwo bugingo bw'iteka ni ukukumenya, wowe Mana imwe y'ukuri, no kumenya uwo watumye Yezu Kristu.

4Jye naguhesheje ikuzo, ndangiza igikorwa wampaye gukora.

5None ubu, Dawe, mpesha ikuzo iwawe, rya rindi nahoranye iwawe, isi itararemwa.

6Namamaje izina ryawe mu bantu wampaye ubakuye mu nsi. Bari abawe maze urabampa, na bo bubaha ijambo ryawe.

7Ubu bamenye ko ibyo wampaye byose, ari wowe biturukaho,

8kuko nababwiye amagambo wambwiye, maze barayakira, bamenyeraho by'ukuri ko ngukomokaho, kandi bemera ko ari wowe wantumye.

9Ubu ni bo nsabira; sinsabira isi , ahubwo ndasabira abo wampaye, kuko ari abawe.

10Kandi rero ibyanjye byose ni ibyawe, n'ibyawe byose bikaba ibyanjye, maze ngaherwa ikuzo muri bo.

11Ubu rero sinkiri mu nsi, ariko bo bayirimo, jye nje ngusanga. Dawe Nyir'ubutagatifu, abo wampaye bakomereshe izina ryawe, kugira ngo babe umwe nkatwe.

12Igihe nari kumwe na bo, abo wampaye narabaragiye mu izina ryawe; narabakomeje ntihagira n'umwe muri bo nzimiza, kereka umwana nyagucibwa kugira ngo Ibyanditswe byuzuzwe.

13Ubu rero nje ngusanga, kandi ibi mbivuze nkiri mu isi, kugira ngo bankeshe kwigiramo ibyishimo bisendereye.

14Nabagejejeho ijambo ryawe, maze isi irabanga, kuko atari ab'isi, nk'uko nanjye ntari uw'isi.

15Singusabye kubakura ku isi, ahubwo ndagira ngo ubarinde ikibi.

16Si ab'isi, nk'uko nanjye ntari uw'isi.

17Batagatifurize mu kuri: ijambo ryawe ni ukuri.

18Nk'uko wantumye mu nsi, nanjye ni ko nabatumye ku isi;

19kandi ndakwiyeguriye ubwanjye ari bo ngirira, kugira ngo na bo babe abakwiyeguriye mu kuri.

20Si bo bonyine nsabira, ahubwo ndasabira n'abazanyemera babikesha ijambo ryabo,

21kugira ngo bose babe umwe. Nk'uko wowe, Dawe, uri muri jye, nanjye nkaba muri wowe, ndasaba ko na bo bunga ubumwe muri twe, kugira ngo isi yemere ko ari wowe


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

wantumye.

22Kandi ikuzo wampaye, nanjye nararibahaye, kugira ngo babe umwe nk'uko natwe turi umwe;

23mbe muri bo, nawe ube muri jye, kugira ngo bagere ku bumwe bushyitse, maze isi imenye ko wantumye, kandi ko wabakunze nk'uko wankunze.

24Dawe, ndashaka ko aho ndi, abo wampaye na bo tuhabana, kugira ngo babone ikuzo ryanjye wampaye, kuko wankunze isi itararemwa.

25Dawe w'intungane, isi ntiyakumenye, ariko jye narakumenye, n'aba kandi bamenye ko ari wowe wantumye.

26Nabamenyesheje izina ryawe, kandi nzakomeza kuribamenyesha, kugira ngo urukundo wankunze rubabemo, nanjye kandi mbabemo.»

## Yohani 18

### Ifatwa rya Yezu

(Mt 26,47–56 ; Mk 14,43–50 ; Lk 22,47–53)

1Yezu amaze kuvuga ibyo, ajyana n'abigishwa be, yambuka umugezi wa Sedironi. Hakaba ubusitani, we n'abigishwa babwinjiramo.

2Yuda wajyaga kumugambanira akamenya aho hantu, kuko Yezu yakundaga kuhaza kenshi aherekejwe n'abigishwa be.

3Nuko Yuda amaze kubona abasirikare n'abagaragu yahawe n'abatware b'abaherezabitambo n'Abafarizayi, ajyayo; bari bitwaje amatara n'imuri n'intwaro.

4Yezu wari uzi ibigiye kumubaho byose, aza abagana, arababaza ati «Murashaka nde?»

5Baramusubiza bati «Yezu w'i Nazareti.» Yezu arababwira ati «Ni jyewe.» Yuda wamugambaniraga, akaba ahagararanye na bo.

6Yezu amaze kubabwira ati «Ni jyewe», basubira inyuma bitura hasi.

7Yongera kubabaza ati «Murashaka nde?» Barongera bati «Yezu w'i Nazareti.»

8Yezu arabasubiza ati «Nababwiye ko ari jye. Niba rero ari jye mushaka, nimureke aba ngaba bigendere.»

9Bityo harangira ijambo yari yaravuze ati «Abo wampaye nta n'umwe najimije muri bo.»

10Nuko Simoni Petero wari ufite inkota arayikura, ayikubita umugaragu w'umuherezabitambo mukuru, amuca ugutwi kw'iburyo. Uwo mugaragu yitwaga Malikusi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11Yezu abwira Petero ati «Subiza inkota yawe mu rwubati. Inkongoro Data ampaye, ndeke se kuyinywa?»

### Yezu ajyanwa imbere y'umuherezabitambo mukuru; Peteroyihakana Yezu

(Mt 26,69–75 ; Mk 14,66–72 ; Lk 22,56–62)

12Abasirikare n'umutware wabo, n'abagaragu b'Abayahudi bafata Yezu baramuboha.

13Babanza kumujyana kwa Ana wari sebukwe wa Kayifa, umuherezabitambo mukuru w'uwo mwaka.

14Kayifa uwo ni we wari waragiriye Abayahudi inama, y'uko ikiruta ari uko umuntu umwe yapfira imbaga.

15Simoni Petero yari yakurikiye Yezu hamwe n'undi mwigishwa. Uwo mwigishwa wundi akaba yaraziranye n'umuherezabitambo mukuru, yinjirana na Yezu mu rugo rw'umuherezabitambo mukuru.

16Petero we asigara ahagaze hanze inyuma y'irembo; wa mwigishwa wundi wari uzwi n'umuherezabitambo mukuru, araza abwira umuja ukumira, ngo yinjize Petero.

17Nuko uwo muja w'umukumirizi abwira Petero ati «Aho none ntiwaba uri uwo mu bigishwa b'uriya muntu ?» Petero arasubiza ati «Sindi we.»

18Abagaragu n'abafasha bari bacanye umuriro bota, kuko hari imbeho. Petero na we yari ahagararanye na bo, yota.

19Nuko umuherezabitambo mukuru abaza Yezu iby'abigishwa be n'inyigisho ze.

20Yezu aramusubiza ati «Navugiye ahagaragara mbwira isi yose. Nigishirije iteka mu masengero no mu Ngoro y'Imana, aho Abayahudi bose bateranira, nta cyo navuze rwihishwa.

21Urambaza iki? Baza abanyumvise icyo nababwiye. Bo bazi ibyo navuze.»

22Amaze kuvuga ibyo, umwe mu bafasha wari aho ngaho, akubita Yezu urushyi ati «Ni uko usubiza umuherezabitambo mukuru?»

23Yezu aramusubiza ati «Niba mvuze nabi, garagaza ikibi mvuze; niba kandi mvuze neza, unkubitiye iki?»

24Nuko Ana amwohereza aboshye kwa Kayifa, umuherezabitambo mukuru.

25Simoni Petero yari ahagaze aho yota. Nuko baramubaza bati «Aho nawe nturi uwo mu bigishwa be?» Arahakana ati «Sindi we.»

26Umwe mu bagaragu b'umuherezabitambo mukuru, mwene wabo w'uwo Petero yari yaciye ugutwi, ati «Sinakubonye mu busitani muri kumwe?»

27Petero yongera guhakana. Ako kanya isake irabika.

### Yezu ajyanwa imbere ya Pilato

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

(Mt 27,1–2.11–14 ; Mk 15,1–5 ; Lk 23,1–5)

28Nuko bavana Yezu kwa Kayifa, bamujyana mu rugo rw'Umutware w'igihugu, hakaba mu gitondo, ariko bo ntibinjira mu rugo rw'Umutware ngo batandura, batararya Pasika.

29Pilato arasohoka arabasanga, ati «Uyu muntu muramurega iki?»

30Baramusubiza bati «Iyo ataba umugiranabi ntituba tumukuzaniye.»

31Nuko Pilato arababwira ati «Nimumujyane mumucire urubanza, mukurikije amategeko yanyu.» Abayahudi bati «Nta bubasha dufite bwo kugira uwo ducira urubanza rwo gupfa.»

32Bityo ijambo Yezu yari yaravuze ryerekeye ku rupfu yari agiye gupfa riruzuzwa.

33Nuko Pilato asubira mu rugo rwe, ahamagaza Yezu aramubaza ati «Mbese ni wowe mwami w'Abayahudi koko?»

34Yezu aramusubiza ati «Ibyo ubivuze ku bwawe, cyangwa se ni abandi babikumbwiyeho?»

35Pilato arasubiza ati «Aho ntugira ngo nanjye ndi Umuyahudi? Bene wanyu n'abatware b'abaherezabitambo ni bo bakunzaniye; wakoze iki?»

36Yezu arasubiza ati «Ingoma yanjye si iyo kuri iyi si; iyo ingoma yanjye iza kuba iyo kuri iyi si, abantu banjye baba bandwanyeho, kugira ngo ntagabizwa Abayahudi. None rero, Ingoma yanjye si iy'ino aha.»

37Nuko Pilato aramubaza ati «Noneho rero uri umwami ?» Yezu aramusubiza ati «Urabyivugiye ko ndi umwami ! Cyakora icyo jyewe navukiye, kandi kikanzana ku isi, ni ukugira ngo mpamye ibyerekeye ukuri. Unyurwa n'ukuri wese, yumva icyo mvuga.»

38Pilato aramubaza ati «Ukuri ni iki ?» Amaze kuvuga atyo, yongera gusohoka, asanga Abayahudi arababwira ati «Nta kirego na kimwe nsanze kimuhama.

39Birasanzwe ko mbarekurira imbohe imwe mwishakiye, ku munsi wa Pasika; murashaka ko mbarekurira Umwami w'Abayahudi?»

40Nuko bose barongera batera hejuru, bati «Si uwo dushaka, ahubwo duhe Barabasi.» Barabasi uwo yari umujura.

## Yohani 19

### Pilato acira Yezu urubanza rwo gupfa

1Ni bwo Pilato ategetse ko bafata Yezu ngo bamujyane, maze bamukubite.

2Abasirikare bamushyira ku mutwe ikamba babohesheje amahwa, bamwambika n'igishura gitukura;


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3nuko bamujyaho bavuga bati «Turakuramutsa, Mwami w'Abayahudi», bakamukubita n'inshyi.

4Pilato yongera gusohoka, abwira Abayahudi, ati «Dore ndamubazaniye kugira ngo mumenye ko nta kirego na kimwe kimuhama musanganye.»

5Nuko Yezu asohoka yambaye ikamba ry'amahwa n'igishura gitukura. Pilato arababwira ati «Nguyu wa muntu.»

6Abatware b'abaherezabitambo n'abagaragu babo bamukubise amaso, batera hejuru bati «Nabambwe ku musaraba! Nabambwe!» Pilato arababwira ati «Ngaho nimumujyane mumwibambire, jye nta kirego kimuhama musanganye.»

7Abayahudi baramusubiza bati «Dufite itegeko, kandi dukurikije iryo tegeko agomba gupfa, kuko yigize Umwana w'Imana.»

8Pilato abyumvise arushaho kugira ubwoba.

9Asubira mu rugo, maze abaza Yezu ati «Ukomoka he?» Yezu ariko ntiyagira icyo amusubiza.

10Pilato ni ko kumubwira ati «Nta cyo unshubije? Ntuzi ko mfite ububasha bwo kukurekura, nkagira n'ubwo kukubambisha?»

11Yezu aramusubiza ati «Nta bubasha na buke wajyaga kungiraho, iyo utabihabwa no hejuru. Ni cyo gituma uwangambaniye ari we ufite icyaha kiruta icyawe.»

12Pilato yumvise ibyo, ashaka uko yamurekura, ariko Abayahudi batera hejuru, bati «Uramutse umurekuye, uraba utakibaye incuti ya Kayizari. Uwigira umwami wese, aba arwanya Kayizari.»

13Nuko Pilato amaze kumva ayo magambo, ajyana Yezu hanze, yicara ku ntebe y'ubucamanza ahantu hiherereye, hitwa «Litostrotosi », mu giheburayi «Gabata ».

14Wari n'umunsi w'umwiteguro wa Pasika, bigeze nko ku isaha ya gatandatu. Pilato abwira Abayahudi ati «Nguyu umwami wanyu.»

15Batera hejuru bati «Kuraho, kuraho, mubambe ku musaraba!» Pilato arababwira ati «Mbambe umwami wanyu ?» Abatware b'abaherezabitambo barasubiza bati «Nta mwami wundi tugira utari Kayizari.»

16Nuko aramutanga, ngo bamubambe ku musaraba.

### Yezu abambwa ku musaraba

(Mt 27,32–44; Mk 15,21–32; Lk 23,26–43)

17Nuko bafata Yezu, maze agenda yikoreye umusaraba we, yerekeza ahantu hitwa «ku Kibihanga », mu giheburayi hakitwa «Gologota».

18Aho ni ho bamubambye ku musaraba, ari kumwe n'abandi babiri, umwe hino, undi hirya, Yezu we akaba hagati.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

19Nuko Pilato yandikisha itangazo, arimanikisha hejuru y'umusaraba; hari handitse ngo «Yezu Umunyanazareti, umwami w'Abayahudi.»

20Abayahudi benshi basoma iryo tangazo, kuko aho hantu Yezu yabambwe hari hafi y'umugi kandi ryari ryanditse mu gihebureyi, mu kilatini no mu kigereki.

21Abatware b'abaherezabitambo b'Abayahudi babwira Pilato bati «Oya, wikwandika ngo 'umwami w'Abayahudi'; ahubwo andika ko uyu muntu yihaye kuvuga ngo 'Ndi umwami w'Abayahudi.'»

22Pilato arabasubiza ati «Icyo nanditse nacyanditse.»

23Abasirikare bamaze kubamba Yezu,bafata imyenda ye bayicamo imigabane ine,umusirikare wese ajyana umugabane we.Hari n'ikanzu,ariko iyo kanzu ntigire iteranyirizo,kuko yari iboshywe buzima kuva hejuru kugera hasi.Bajya inama bati

24«Ntituyitanyure, ahubwo reka tuyikorerehо ubufindo, tumenye uri bube nyirayo.» Bityo harangira Ibyanditswe, ngo *«Bigabanije imyambaro yanjye, mazekanzu yanjye bayikoreraho ubufindo.»* Nguko uko abasirikare babigenjeje.

25Iruhande rw'umusaraba wa Yezu hari hahagaze Nyina, na nyina wabo Mariya muka Kilopa, na Mariya Madalena.

26Yezu abonye Nyina, ahagararanye na wa mwigishwa yakundaga, abwira Nyina ati «Mubyeyi, dore umwana wawe.»

27Abwira na wa mwigishwa ati «Dore Nyoko.» Guhera icyo gihe, uwo mwigishwa amujyana iwe.

## Urupfu rwa Yezu

(Mt 27,45–56; Mk 15,33–41; Lk 23,44–49)

28Nyuma y'ibyo, Yezu wari uzi ko byose birangiye, kugira ngo Ibyanditswe byuzuzwe, aravuga ati *«Mfite inyota.»*

29Aho hakaba hari hateretse urweso rwuzuye divayi irura. Bahambira ku rubingo icyangwe cyinitswe muri iyo divayi irura, bacyegereza umunwa we.

30Yezu amaze kunywa kuri iyo divayi irura, aravuga ati «Birujujwe.» Nuko umutwe uregukira imbere, araca.

## Yezu amaze gupfa

31Ubwo hari ku munsi w'Umwiteguro wa Pasika;kugira ngo rero imirambo itaguma ku misaraba kuri sabato,kandi iyo sabato ari umunsi mukuru cyane,Abayahudi binginga Pilato ngo bavune amaguru yabo,maze imirambo bayimanure.

32Nuko abasirikare baraza,bavuna amaguru y'uwa mbere,n'ay'undi wari ubambanywe na we;

33ariko bageze kuri Yezu,basanga yapfuye,we ntibibirirwa bamuvuna amaguru;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

34ahubwo umwe mu basirikare amutikura icumu mu rubavu, maze ako kanya havamo amaraso n'amazi.

35Uwabibonye ni we ubyemeza, kandi icyemezo cye ni ukuri; na we azi ko avuga ukuri kugira ngo namwe mwemere.

36Ibyo byabaye ari ukugira ngo huzuzwe Ibyanditswe ngo *«Nta gufwa rye rizavunika.»*

37N'ahandi mu Byanditswe havuga ngo *«Bazarangamira uwo bazaba bahinguranyije.»*

### Ihambwa rya Yezu

(Mt 27,57–61; Mk 15,42–47; Lk 23,50–56)

38Ibyo birangiye, Yozefu w'ahitwa Arimatiya, wari umwigishwa wa Yezu rwihishwa kuko yatinyaga Abayahudi, asaba Pilato gutwara umurambo wa Yezu. Pilato arabimwemerera. Nuko araza ajyana umurambo wa Yezu.

39Haza na Nikodemu, wa wundi wigeze gusanga Yezu nijoro ; azana ikivange cy'ishangi n'amarira y'igikakarubamba, bipima nk'ibiro mirongo itatu.

40Nuko benda umurambo wa Yezu bawuhambira mu myenda hamwe n'imibavu, uko Abayahudi bagenzaga bahamba.

41Ahantu bari bamubambye hari ubusitani, muri ubwo busitani hari imva nshya itaragira uyihambwamo n'umwe.

42Nuko kubera umwiteguro wa Pasika y'Abayahudi, aba ari ho bahamba Yezu, kuko iyo mva yari hafi.

## Yohani 20

### Abigishwa bajya ku mva

(Mt 28,1–10; Mk 16,1–8; Lk 24,1–12)

1Ku wa mbere w'isabato, Mariya Madalena azindukira ku mva butaratandukana; asanga ibuye ryavuye ku mva.

2Nuko yirukanka asanga Simoni Petero, n'undi mwigishwa, wa wundi Yezu yakundaga, arababwira ati «Nyagasani bamukuye mu mva, none ntituzi aho bamushyize.»

3Petero arabaduka na wa mwigishwa, bajya ku mva.

4Bombi bagenda birukanka, ariko wa mwigishwa arusha Petero amaguru, amutanga kugera ku mva.

5Nuko arunama abona imyenda irambitse, ariko ntiyinjira mu mva.

6Simoni Petero wari umukurikiye, aba arahageze, yinjira mu mva, abona imyenda


© 2012, Bible Society of Rwanda.

irambitse,

7n'igitambaro bari bapfukishije umutwe we kitarambitse hamwe n'imyenda, ahubwo kizingiye ukwacyo ahandi hantu.

8Nuko wa mwigishwa wari wageze mbere ku mva, na we arinjira, aritegereza maze aremera.

9Kugeza ubwo bari batarasobanukirwa n'Ibyanditswe bivuga ko yagombaga kuzuka ava mu bapfuye.

10Nuko abigishwa bisubirira imuhira.

### Yezu abonekera Madalena

(Mk 16,9–11)

11Mariya we, akomeza guhagarara iruhande rw'imva, arira. Uko yakariraga arunama, arunguruka mu mva.

12Ni bwo abonye abamalayika babiri bambaye imyenda yererana, bicaye aho umurambo wa Yezu bari bawushyize, umwe ahagana ku mutwe, undi ahagana ku birenge.

13Baramubwira bati «Mugore, urarizwa n'iki?» Arabasubiza ati «Nyagasani bamutwaye, none nayobewe aho bamushyize.»

14Akivuga ibyo, arahindukira areba inyuma, maze abona Yezu ahagaze, ariko ntiyamenya ko ari Yezu.

15Yezu aramubwira ati «Mugore urarizwa n'iki? Urashaka nde?» Mariya akeka ko ari umunyabusitani, aramubwira ati «Nyakubahwa, niba ari wowe wamutwaye, mbwira aho wamushyize, maze mujyane.»

16Yezu aramubwira ati «Mariya we!» Undi arahindukira, aherako amubwira mu giheburayi ati «Rabuni», ari byo kuvuga ngo «Mwigisha».

17Yezu ahita amubwira ati «Ntushake kungumana, kuko ntarazamuka njya kwa Data. Ahubwo genda, usange abavandimwe banjye maze ubabwire ko ngiye kwa Data ari we So, ku Mana yanjye ari na Yo Mana yanyu.»

18Nuko Mariya Madalena ajya kubwira abigishwa ati «Nabonye Nyagasani, nimwumve n'ibyo yambwiye.»

### Yezu abonekera abigishwa

(Mt 28,16–20; Mk 16,14–18; Lk 24,36–49)

19Kuri uwo munsi wa mbere ku cyumweru nimugoroba, inzugi z'aho abigishwa bari bateraniye zari zikinze, bitewe no gutinya Abayahudi. Nuko Yezu agira atya araza, ahagarara hagati yabo, arababwira ati «Nimugire amahoro.»

20Amaze kuvuga atyo, abereka ibiganza n'urubavu rwe. Abigishwa babonye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Nyagasani, ibyishimo birabasaga.

21Yezu yongera kubabwira ati «Nimugire amahoro. Nk'uko Data yantumye, nanjye ndabatumye.»

22Amaze kuvuga atyo, abahuhaho, arababwira ati «Nimwakire Roho Mutagatifu.

23Abo muzakiza ibyaha bazabikizwa, abo mutazabikiza bazabigumana.»

### Yezu abonekera Tomasi

24Tomasi umwe muri ba Cumi na babiri witwaga Didimi, we ntiyari kumwe na bo igihe Yezu aje.

25Nuko abandi bigishwa baramubwira bati «Twabonye Nyagasani.» Naho we arababwira ati «Nintabona mu biganza bye umwenge w'imisimari, kandi nindashyira urutoki rwanjye mu mwenge w'imisimari, n'ikiganza cyanjye mu rubavu rwe, sinzemera.»

26Hashize iminsi munani, abigishwa na bwo bari bikingiranye mu nzu, noneho Tomasi ari kumwe na bo. Yezu agira atya aba ahagaze hagati yabo, inzugi zikinze, arababwira ati «Nimugire amahoro.»

27Hanyuma abwira Tomasi ati «Shyira urutoki rwawe hano, urebe n'ibiganza byanjye; zana n'ikiganza cyawe ugishyire mu rubavu rwanjye, maze ureke kuba umuhakanyi, ahubwo ube umwemezi.»

28Tomasi amusubiza avuga, ati «Nyagasani, Mana yanjye!»

29Yezu aramubwira ati «Wemejwe n'uko umbonye; hahirwa abemera batabanje kwirebera.»

### Impamvu y'iki gitabo

30Yezu yongeye guha abigishwa be ibindi bimenyetso byinshi, bitanditse muri iki gitabo.

31Ibi byanditswe ari ukugira ngo mwemere ko Yezu ari Kristu, Umwana w'Imana, no kugira ngo nimumwemera mugire ubugingo mu izina rye.

## Yohani 21

### Ibonekerwa ryo ku nkombe y'ikiyaga

1Nyuma y'ibyo, Yezu yongera kubonekera abigishwa bari ku nyanja ya Tiberiya. Dore uko yababonekeye.

2Simoni Petero na Tomasi ari we Didimi, na Natanayeli w'i Kana ho mu Galileya, na bene Zebedeyi, n'abandi babiri bo mu bigishwa be, bari bateranye.

3Nuko Simoni Petero arababwira ati «Ngiye kuroba.» Baramusubiza bati «Tukajyana.» Ni bwo bagiye mu bwato; iryo joro ariko ntibagira icyo baronka.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Bugicya, Yezu araza ahagarara ku nkombe, nyamara abigishwa be ntibamenya ko ari we.

5Nuko arababwira ati «Bahungu mwe, hari ifi mwaronse?» Baramusubiza bati «Habe na busa.»

6Arababwira ati «Nimurohe urushundura iburyo h'ubwato muraronka.» Bararuroha, bananirwa kuruzamura kubera amafi menshi arimo.

7Ni bwo wa mwigishwa Yezu yakundaga abwiye Petero, ati «Ni Nyagasani!» Simoni Petero yumvise ko ari Nyagasani, akenyera umwambaro we, kuko atari yambaye, maze yiroha mu nyanja.

8Abandi bigishwa baza mu bwato bakurura urushundura rwari rwuzuye amafi, agatsinda ntibari kure y'ubutaka, nko mu ntambwe magana abiri.

9Bageze ku butaka, babona umuriro ucanye utazeho ifi, n'umugati.

10Yezu arababwira ati «Nimuzane kuri ayo mafi mumaze kuroba.»

11Simoni Petero yurira mu bwato, maze akururira urushundura ku butaka rwarimo amafi manini ijana na mirongo itanu n'atatu; n'ubwo yanganaga atyo bwose, urushundura ntirwacitse.

12Yezu arababwira ati «Nimuze mufungure.» Ntihagira n'umwe utinyuka kumubaza, ati «Uri nde?» Bari bamenye ko ari Nyagasani.

13Nuko Yezu araza, afata umugati arawubaha, n'amafi ni uko.

14Ubwo bwari bubaye ubwa gatatu Yezu abonekera abigishwa be, aho amariye kuzuka ava mu bapfuye.

### Yezu abaza Petero ko amukunda; amuragiza abe

15Bamaze kurya, Yezu abaza Simoni Petero ati «Simoni mwene Yohani, urankunda kurusha aba ngaba?» Aramusubiza ati «Yego, Nyagasani, uzi ko ngukunda.» Yezu aramubwira ati «Ragira abana b'intama zanjye.»

16Yezu yongera kumubaza ubwa kabiri ati «Simoni mwene Yohani, urankunda?» Petero aramusubiza ati «Yego Nyagasani, uzi ko ngukunda.» Yezu ati «Ragira intama zanjye.»

17Yongera kumubaza ubwa gatatu, ati «Simoni mwene Yohani, urankunda?» Petero ababazwa n'uko amubajije ubwa gatatu, ati «Urankunda?» Ni bwo amushubije ati «Nyagasani, uzi byose, uzi ko ngukunda.» Yezu aramubwira ati «Ragira intama zanjye.

18Ndakubwira ukuri koko: igihe wari ukiri umusore warikenyezaga, kandi ukajya aho ushaka, ariko numara gusaza, uzatega amaboko undi agukenyeze, kandi akujyane aho udashaka.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[19]Yavuze atyo, ashaka kumuburira urupfu rumuteze, ruzahesha Imana ikuzo. Amaze kuvuga atyo, aramubwira ati «Nkurikira.»

### Yezu na wa mwigishwa yakundaga

[20]Petero ahindukiye, abona wa mwigishwa Yezu yakundaga aje abakurikiye, ari na we wegamiraga Yezu bari ku meza akamubaza ati «Nyagasani, ni nde ugiye kukugambanira?»

[21]Petero amaze kumubona, abwira Yezu, ati «Nyagasani, naho se uyu we bite?»

[22]Yezu aramubwira ati «Niba nshaka ko akomeza kubaho kugera igihe nzazira, bigutwaye iki? Wowe nkurikira.»

[23]Kuva ubwo, iryo jambo rikwira mu bavandimwe ko uwo mwigishwa atazapfa. Nyamara Yezu ntiyavuze ngo ntazapfa, ahubwo ati «Niba nshaka ko akomeza kubaho kugera igihe nzazira, bigutwaye iki?»

[24]Uwo mwigishwa, ni we mugabo wemeza ibyo byose, kandi ni we wabyanditse; byongeye tuzi ko ibyo yemeza ari iby'ukuri.

[25]Hari n'ibindi bintu byinshi Yezu yakoze; babyanditse bakabirondora byose, ngira ngo ibitabo byakwandikwaho ntibyakwirwa ku isi yose.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Ibyakozwe

## Ibyakozwe 1

### Intumwa zitegereza iyuzuzwa ry'Isezerano ry'Imana Data

1Tewofili we, mu gitabo cyanjye cya mbere nanditse ibyo Yezu yakoze n'ibyo yigishije
byose, kuva mu ntangiriro

2kugera ubwo ajyanywe mu ijuru, amaze guha intumwa yari yaritoreye amabwiriza
ye, abigirishije Roho Mutagatifu.

3Ni na bo yari yariyeretse nyuma y'ibabara rye ari muzima, abihamya akoresheje
ibimenyetso byinshi. Nuko ababonekera mu minsi mirongo ine, abaganirira
iby'Ingoma y'Imana.

4Igihe yariho asangira na bo, abategeka ko batazatirimuka i Yeruzalemu, ahubwo ko
bazahategerereza ibyo Imana Data yasezeranye. Arababwira ati «Ni na byo
mwanyumvanye:

5ngo Yohani yabatirishije amazi, naho mwebwe muzabatirizwa muri Roho
Mutagatifu, nyuma y'iminsi mikeya.»

### Yezu azamurwa mu ijuru

6Nuko bakaba bateraniye hamwe, maze baramubaza bati «Nyagasani, ubu se ni ho
ugiye kubyutsa ingoma ya Israheli ?»

7Arabasubiza ati «Si mwebwe mugenewe kumenya ibihe n'amagingo Data yageneye
ubutegetsi bwe bwite,

8ahubwo mugiye guhabwa imbaraga za Roho Mutagatifu uzabazamo, bityo
muzambere abahamya i Yeruzalemu, muri Yudeya yose no muri Samariya, ndetse no
kugera ku mpera y'isi.»

9Amaze kuvuga atyo azamurwa mu ijuru bamureba, maze igicu kiramukingiriza
ntibongera kumubona.

10Uko bagahanze amaso ejuru, Yezu amaze kugenda, babona abantu babiri bambaye
imyambaro yererana bahagaze iruhande rwabo.

11Barababaza bati «Yemwe bagabo b'i Galileya, ni iki kibahagaritse aho mureba mu
ijuru? Yezu uwo ubavanywemo akajyanwa mu ijuru, azaza nk'uko mumubonye ajya
mu ijuru.»

### Inteko y'Intumwa

12Bava ku musozi witwa uw'Imizeti bagaruka i Yeruzalemu, — uwo musozi ukaba
bugufi ya Yeruzalemu, nk'urugendo bemerewe gukora ku isabato —.

13Bahageze, bazamuka mu cyumba cyo hejuru aho babaga. Abo ni Petero, Yohani,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Yakobo, Andereya, Filipo na Tomasi, Baritolomayo na Matayo, Yakobo mwene Alufeyi, Simoni umunyeshyaka, na Yuda mwene Yakobo.

14Bose barangwaga n'umutima umwe, bagashishikarira gusenga, bari kumwe n'abagore bamwe, barimo Mariya nyina wa Yezu, n'abavandimwe be.

### Itorwa rya Matiyasi

15Muri iyo minsi, Petero arahaguruka, ahagarara hagati y'abavandimwe bari bateraniye aho, bageze nko ku ijana na makumyabiri. Nuko arababwira ati

16«Bavandimwe, ibyo Roho Mutagatifu yavugishije Dawudi mu Byanditswe ku byerekeye Yuda wayoboye abafashe Yezu, byagombaga kubaho koko!

17Uwo yari umwe muri twe kandi yari yaratorewe uyu murimo wacu.

18Nuko rero, uwo mugabo yari yariguriye umurima ukomotse ku gihembo cy'icyaha cye, agwa yubamye; ni ko gukindukira hagati, maze amara ye yose arasandara.

19Abatuye i Yeruzalemu bose barabimenya, bituma uwo murima bawita mu rurimi rwabo Hakeludama, ari byo kuvuga ngo umurima w'amaraso.

20Koko rero, ni ko byanditswe no mu gitabo cya Zaburi ngo *'Iwe harakaba itongo, ntihazagire uhatura '*, kandi ngo *'Umurimo we uzahabwe undi.'*

21None rero, hari abagabo twagendanye igihe cyose Nyagasani Yezu yari kumwe na twe,

22uhereye kuri batisimu ya Yohani ukageza ku munsi atuvanywemo. Ni ngombwa rero ko umwe muri bo yafatanya natwe kuba umuhamya w'izuka rya Yezu.»

23Nuko bazana babiri muri bo; umwe akaba Yozefu witwaga Barisaba, wari waranahimbwe 'Ntungane', undi akaba Matiyasi.

24Hanyuma basenga bagira bati «Nyagasani, wowe uzi imitima ya bose, garagaza muri aba bombi uwo wihitiyemo,

25kugira ngo ahabwe umwanya mu murimo wa gitumwa Yuda yaretse, akajya ahamukwiye.»

26Nuko bakora ubufindo maze bwerekana Matiyasi, guhera ubwo abarwa hamwe n'Intumwa cumi n'imwe.

## Ibyakozwe 2

### Roho Mutagatifu amanukira ku Ntumwa

1Umunsi wa Pentekositi uragera, bose bakaba bakoraniye hamwe.

2Ako kanya, umuriri umeze nk'inkubi y'umuyaga uva mu ijuru, maze wuzura mu nzu bari barimo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Nuko haboneka indimi zisa n'iz'umuriro, zigabanya zijya kuri buri muntu muri bo.

4Ubwo bose buzuramo Roho Mutagatifu, batangira kuvuga mu zindi ndimi, uko Roho abahaye kuzivuga.

5Aho rero i Yeruzalemu habaga Abayahudi bubaha Imana, bari baraturutse mu mahanga yose ari mu nsi y'ijuru.

6Ngo bumve urwo rusaku, rubanda rwose barakorana maze barumirwa, kuko buri wese yabumvaga bavuga mu rurimi rwe bwite.

7Barashoberwa, batangara bavuga bati «Mbese aba bose bavuga si Abanyagalileya?

8Bishoboka bite se ko buri muntu muri twe abumva bavuga mu rurimi rwe kavukire?

9Baba Abapariti, Abamedi n'Abelamu, baba abatuye muri Mezopotamiya, muri Yudeya no muri Kapadosiya, muri Ponti no muri Aziya,

10muri Furujiya no muri Pamfiliya, mu Misiri no mu turere twa Libiya duhereranye na Sireni, baba abashyitsi baturutse i Roma,

11Abayahudi kavukire n'abayoboke b'idini yabo, Abanyakireta n'Abarabu, twese turabumva bamamaza mu ndimi zacu bwite ibitangaza by'Imana.»

12Bose bari bumiwe, bagatangara babazanya bati «Ibi birashaka kuvuga iki?»

13Ariko hakaba n'abandi babakwena, bagira bati «Aba bantu basinze divayi nshyashya!»

## Inyigisho ya Petero

14Nuko Petero ahagararanye na ba Cumi n'umwe, arangurura ijwi agira ati «Bantu bo muri Yudeya, namwe mwese abatuye i Yeruzalemu, nimumenye neza ibi ngibi kandi mutege amatwi amagambo yanjye.

15Aba bantu ntibanyoye nk'uko mubitekereza, kuko hakiri ku isaha ya gatatu y'igitondo;

16ahubwo ibi mureba ni ibyavuzwe n'umuhanuzi Yoweli , ati

17*'Mu minsi ya nyuma, — uwo ari Nyagasani ubivuga —, nzasendereza Umwuka wanjye ku cyitwa ikiremwa cyose.Abahungu banyu n'abakobwa banyu bazahanure, urubyiruko rwanyu ruzabonekerwe n'abasaza banyu bazabonere mu nzozi.*

18*Koko muri iyo minsi, abagaragu banjye n'abaja banjye, nzabasenderezamo Umwuka wanjye maze bahanure.*

19*Nzakora ibintu bitangaje hejuru mu kirere, n'ibimenyetso bikomeye hasi ku isi: hazaboneka amaraso, umuriro n'inkingi y'umwotsi.*

20*Izuba rizijima n'ukwezi guhinduke amaraso, mbere y'uko haza Umunsi wa*

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

*Nyagasani, Umunsi ukomeye kandi w'ikuzo.*

21*Ubwo rero umuntu wese uziyambaza izina rya Nyagasani, azakizwa.'*

22Yemwe Bayisraheli, nimutege amatwi amagambo yanjye: Yezu w'i Nazareti, uwo muntu Imana yemeje muri mwe, imukoresha ibitangaza, ibikorwa n'ibimenyetso bikomeye rwagati muri mwe, nk'uko mubizi ubwanyu,

23uwo muntu rero, bikurikije umugambi udakuka w'Imana, amaze gutangwa, mwaramwishe mumubambisha ku musaraba amaboko y'abagome.

24Ariko Imana yaramuzuye, imubohora ku ngoyi z'urupfu kuko bitashobokaga ko rumuherana.

25Koko kandi, Dawudi yavuze ibimwerekeyeho ati *'Narebaga Nyagasani imbere yanjye ubudahwema, kuko ari iburyo bwanjye kugira ngo ntadandabirana.*

26*Ni cyo gituma umutima wanjye uri mu byishimo, n'ururimi rwanjye rukaba runezerewe, byongeye kandi nzaruhukana icyizere,*

27*kuko utazatererana ubugingo bwanjye mu kuzimu, kandi ntuzatume intungane yawe imenyana n'ubushanguke.*

28*Wamenyesheje inzira zigana mu bugingo, unyuzuzamo ibyishimo unyereka uruhanga rwawe.'*

29Bavandimwe, nta cyambuza kubabwira nta shiti ko umukurambere wacu Dawudi yapfuye, ko yahambwe ndetse n'imva ye ikaba ikiri iwacu kugeza uyu munsi.

30Nyamara, kuba yari umuhanuzi kandi yazirikanaga ko Imana yamusezeranyishije indahiro kuzicaza ku ntebe ye y'ubwami uwo mu bamukomokaho,

31yabonye atyo mbere y'igihe iby'izuka rya Kristu, maze amuvugaho ati 'Ntiyatereranywe ikuzimu kandi umubiri we ntiwigeze umenyana n'ubushanguke.'

32Yezu uwo rero Imana yaramuzuye, twese turi abahamya babyo.

33Aho amariye gukuzwa n'ububasha bw'Imana, no guhabwa na Se Roho Mutagatifu wasezeranywe, amusendereza mu bantu nk'uko mubibona kandi mubyumva.

34Dawudi we n'ubwo atazamutse mu ijuru, nyamara yaravuze ati *'Nyagasani yabwiye Umutegetsi wanjye ati: Icara iburyo bwanjye,*

35*kugeza ko abanzi bawe, mbagira akabaho ukandagizaho ibirenge byawe.'*

36Nuko rero, inzu yose ya Israheli nimenye idashidikanya ko uwo Yezu mwababambye, Imana yamugize Umutegetsi n'Umukiza.»

### Abantu ibihumbi bitatu ba mbere bahindutse

37Ngo bumve ayo magambo barakangarana, babaza Petero n'izindi Ntumwa bati


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

«Bavandimwe, dukore iki?»

38Petero arabasubiza ati «Nimwisubireho, buri muntu muri mwe abatizwe mu izina rya Yezu Kristu kugira ngo ababarirwe ibyaha bye, kandi muhabwe ingabire ya Roho Mutagatifu.

39Kuko Isezerano ari mwe ryagenewe kimwe n'abana banyu, ndetse n'abari kure bose, n'abandi batabarika uko Nyagasani Imana yacu azabihamagarira.»

40Ababwira n'andi magambo menshi yo kubemeza no kubakomeza, agira ati «Nimwirokore, mwitandukanye n'aba bantu bayobye.»

41Nuko abemeye izo nyigisho barabatizwa, uwo munsi biyongeraho abantu bagera ku bihumbi bitatu.

### Imibereho y'abakristu ba mbere

42Bahoraga bashishikariye kumva inyigisho z'Intumwa, gushyira hamwe kivandimwe, kumanyurira hamwe umugati no gusenga.

43Abantu bose bagiraga ubwoba kubera ibitangaza n'ibimenyetso bikomeye byakorwaga n'Intumwa.

44Abemera bose bari bashyize hamwe, n'ibyo batunze byose bakabigira rusange.

45Bagurishaga amasambu yabo n'ibintu byabo, bose bakagabana ikiguzi cyabyo bakurikije ibyo buri muntu akeneye.

46Iminsi yose bashishikariraga kujya mu Ngoro y'Imana bashyize hamwe, bakamanyurira umugati imuhira, bagasangira mu byishimo no mu bwiyoroshye bw'umutima.

47Basingizaga Imana kandi bagashimwa n'abantu bose; nuko Nyagasani akagwiza uko bukeye umubare w'abacunguwe.

## Ibyakozwe 3

### Petero akiza ikirema

1Umunsi umwe, saa cyenda ari cyo gihe cy'isengesho rusange, Petero na Yohani bazamuka bajya mu Ngoro y'Imana.

2Hakaba umuntu wavutse ari ikirema, buri munsi bakamuzana imbere y'umuryango w'Ingoro witwa «Uw'Uburanga», kugira ngo asabe imfashanyo abinjiraga mu Ngoro bose.

3Ngo abone Petero na Yohani bagiye kwinjira mu Ngoro, abasaba imfashanyo.

4Nuko Petero, ari hamwe na Yohani, aramwitegereza maze aramubwira ati «Ngaho turebe! »

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Uwo muntu agumya kubahanga amaso, kuko yari ategereje ko hari icyo bari bumuhe.

6Petero aramubwira ati «Ari zahabu, ari na feza, nta byo mfite; ariko icyo mfite ndakiguhaye: mu izina rya Yezu Kristu w'i Nazareti, haguruka ugende!»

7Nuko amufata ikiganza cy'iburyo aramuhagurutsa. Ako kanya ibirenge bye n'utugombambari birakomera;

8arabaduka, arahagarara, aratambuka yinjirana na bo mu Ngoro y'Imana, agenda asimbuka kandi asingiza Imana.

9Nuko rubanda rwose ngo bamubone agenda kandi asingiza Imana,

10baramumenya: koko yari wa wundi wajyaga asabiriza, yicaye imbere y'Umuryango w'Ingoro y'Imana witwa "Uw'Uburanga". Nuko abantu barumirwa, batangazwa n'ibimubayeho.

### Inyigisho ya Petero

11Kubera ko uwo muntu yanze kuvirira Petero na Yohani, bitangaza cyane rubanda rwose, biruka babasanga ahitwa ku «Ibaraza rya Salomoni».

12Petero abibonye ni ko kubwira rubanda ati «Bantu ba Israheli, ni iki gitumye mutangazwa n'ibimaze kuba? Cyangwa se ni iki gitumye muduhanga amaso, nk'aho duhaye uyu muntu kugenda ku bw'ububasha bwacu cyangwa ku bw'ubutungane bwacu bwite?

13Imana ya Abrahamu, ya Izaki na Yakobo, Imana y'abakurambere bacu yakujije umugaragu wayo Yezu mwebwe mwatanze, mukamwihakanira imbere ya Pilato kandi we yari yiyemeje kumurekura.

14Mwihakanye Umutagatifu n'Intungane, maze musaba ko babarekurira umwicanyi.

15Mwicishije Umugenga w'ubugingo, ariko Imana yamuzuye mu bapfuye, turi abagabo bo kubihamya.

16Kubera ko twiringiye izina rya Yezu, iryo zina ni ryo ryakomeje uyu muntu mubona kandi muzi; maze ukwemera gukomoka kuri Yezu kumusubiza ubuzima bwe bwose mu maso yanyu mwese.

17None rero, bavandimwe, nzi yuko ibyo mwabikoze mubitewe n'ubujiji kimwe n'abatware banyu.

18Nyamara Imana yujuje ityo ibyo yari yaravugishije Abahanuzi bose mbere y'uko biba, ko Kristu yagombaga kubabara.

19Nimwisubireho rero kandi mugarukire Imana, kugira ngo ibyaha byanyu bihanagurwe;


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

20bityo hazabeho ibihe by'ihumure muhawe na Nyagasani, ubwo azabohereza Kristu wabagenewe, ari we Yezu,

21Uwo ijuru rigomba kwakira kuzageza ku bihe by'ivugururwa ry'ibintu byose: ngibyo ibyo Imana yavugishije Abahanuzi bayo batagatifu bo mu bihe bya kera.

22Koko Musa yaravuze ati *'Nyagasani Imana azababonera mu bavandimwe banyu Umuhanuzi umeze nkanjye; muzamwumvire mu byo azababwira byose.*

23*Umuntu wese utazumvira uwo Muhanuzi, azacibwa mu muryango wayo.'*

24Kandi n'Abahanuzi bose, uhereye kuri Samweli no ku bamusimbuye, bavuze iby'iy'iminsi turimo.

25Ni mwebwe abaragwa b'Abahanuzi, n'ab'Isezerano Imana yagiranye n'abasekuruza bacu igihe ibwiye Abrahamu iti *'Imiryango yose y'isi izaherwa umugisha mu rubyaro rwawe.'*

26Ni mwebwe mbere na mbere Imana yahingukirije Umugaragu wayo, iramubohereza kugira ngo abazanire umugisha; bityo buri muntu muri mwe abone kuzinukwa ibibi yakoraga.»

## Ibyakozwe 4

### Petero na Yohani imbere y'Inama nkuru

1Igihe Petero na Yohani bariho babwira rubanda, abaherezabitambo, umutegeka w'Ingoro n'Abasaduseyi baraza, barabegera.

2Bari barakajwe cyane no kubona bigisha rubanda kandi banamamaza izuka ry'abapfuye, bahereye kuri Yezu.

3Nuko barabafatisha babaraza mu buroko, kuko bwari bugorobye.

4Nyamara abenshi mu bari bumvise izo nyigisho baremera, umubare wabo ugera nko ku bantu ibihumbi bitanu.

5Bukeye bw'uwo munsi, abatware b'Abayahudi, abakuru b'umuryango n'abigishamategeko bakoranira i Yeruzalemu.

6Hari kandi na Ana, umuherezabitambo mukuru, na Kayifa, na Yohani, na Alegisanderi, n'abo mu muryango w'umuherezabitambo mukuru bose.

7Nuko batumiza Petero na Yohani, batangira kubabaza bati «Biriya mwabikoze ku buhe bubasha cyangwa se ku bw'irihe zina?»

8Ubwo Petero yuzuye Roho Mutagatifu arabasubiza ati

9«Batware, namwe bakuru b'umuryango, uyu munsi turabazwa iby'ineza yagiriwe ikirema, no gusobanura uburyo uyu muntu yakijijwe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Nimumenye neza rero, mwebwe mwese n'umuryango wose wa Israheli, ko izina
rya Yezu Kristu w'i Nazareti mwebwe ubwanyu mwabambye, Imana ikamuzura mu
bapfuye, ari ryo uyu muntu akesha kuba ahagaze imbere yanyu ari mutaraga.

11Yezu uwo ni we rya buye ryajugunywe namwe abubatsi, nyamara rigahinduka
insanganyarukuta.

12Bikaba rero nta wundi wundi twakesha umukiro usibye we, kuko ku isi nta rindi
zina abantu bahawe, ngo abe ari ryo turonkeramo uburokorwe.»

13Ngo babone ukuntu Petero na Yohani bavuga bashize amanga, kandi bazi ko ari
abantu batize, ahubwo ari rubanda rusanzwe, barumirwa. Baza kwibuka ko
bagendanaga na Yezu;

14banitegereje uwo muntu wakijijwe wari uhagararanye na bo, babura icyo
babasubiza.

15Nuko bategeka ko babavana imbere y'Inama nkuru, barabazanya bati

16«Bariya bantu tubagenze dute? Dore bakoze igitangaza kiragaragara,
cyanamenyekanye mu batuye Yeruzalemu bose kandi ntidushobora kugihakana.

17Ariko kugira ngo bidakomeza kwamamara muri rubanda, nimucyo tubakange,
tubabuze kuzongera kugira uwo babwira bitwaje iryo zina.»

18Ni ko kubahamagaza, bababuza rwose kuzongera kuvuga cyangwa kwigisha mu
izina rya Yezu.

19Ariko Petero na Yohani barabasubiza bati «Icyaba kiboneye mu maso y'Imana ni
ikihe: ari ukubumvira cyangwa se kumvira Imana? Ngaho namwe nimwihitiremo!

20Twe rero ntidushobora gucecka ibyo twiboneye kandi tukabyiyumvira.»

21Bamaze kubuka inabi barabarekura, kuko babuze uko babahana kubera rubanda
basingizaga Imana bakurije ku byari byabaye.

22Koko kandi, uwo muntu wari wakijijwe ku buryo bw'agatangaza yari arengeje
imyaka mirongo ine.

### Ikoraniro ryisabira gukomezwa mu bitotezo

23Petero na Yohani bamaze kurekurwa basanga bagenzi babo, babatekerereza ibyo
abatware b'abaherezabitambo n'abakuru b'umuryango bababwiye.

24Ngo bamare kubyumva, bose hamwe n'umutima umwe basenga Imana, bagira bati
«Nyagasani, ni wowe waremye ijuru n'isi, inyanja n'ibiyirimo byose;

25ni wowe kandi ku bwa Roho Mutagatifu wavugiye mu munwa w'umukurambere
wacu Dawudi, umugaragu wawe, uti *'Ni iki giteye amahanga gusakabaka, n'imiryango*
*gutekereza ibidafite umumaro?*


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[26]*Abami b'isi barahagurutse n'abatware barakorana, kugira ngo barwanye Nyagasani n'Uwo yisigiye amavuta y'ubutore.'*

[27]Ni ukuri rwose, Herodi na Ponsiyo Pilato, kumwe n'amahanga yose n'imiryango yose ya Israheli, bakoraniye muri uyu mugi kugira ngo barwanye Yezu, umugaragu wawe mutagatifu, uwo wisigiye amavuta y'ubutore.

[28]Barangiza batyo imigambi yawe yose wari waragennye kuva kera, ku bw'ububasha bwawe n'ubushake bwawe.

[29]None rero, Nyagasani, witegereze ibyo badukangisha byose, maze uhe abagaragu bawe kuvuga ijambo ryawe bashize amanga.

[30]Urambure ikiganza cyawe maze indwara zikizwe, haboneke ibimenyetso n'ibitangaza mu izina rya Yezu, umugaragu wawe mutagatifu.»

[31]Nuko ngo bamare gusenga, aho bari bateraniye hahinda umushyitsi; bose buzura Roho Mutagatifu, maze bamamaza ijambo ry'Imana bashize amanga.

### Ubumwe bw'abemera

[32]Imbaga y'abemera yari ifite umutima umwe n'amatwara amwe, kandi nta n'umwe wibwiraga ko icyo atunze cyose ari icye bwite, ahubwo byose byari rusange kuri bo.

[33]Nuko Intumwa zikomeza guhamya izuka rya Nyagasani Yezu n'ububasha bukomeye, kandi ubugwaneza bwinshi bwari bubuzuyemo bose.

[34]Koko rero, nta mukene wababagamo, kuko ababaga bafite amasambu cyangwa amazu babigurishaga, bakazana ikiguzi cyabyo,

[35]bakagishyikiriza Intumwa. Nuko bakabisaranganya, bakurikije ibyo buri muntu akeneye.

[36]Bityo na Yozefu, uwo Intumwa zari zarahimbye Barinaba — ari byo kuvuga Imaragahinda —, wari n'umulevi ukomoka i Shipure, akaba yari afite umurima.

[37]Agurisha uwo murima maze ikiguzi cyawo agishyikiriza Intumwa.

## Ibyakozwe 5

### Ikinyoma cya Ananiya na Safira

[1]Ariko umuntu witwa Ananiya, amaze kubyumvikanaho n'umugore we Safira, agurisha isambu ye;

[2]hanyuma yisigira igice cy'ikiguzi cyayo ndetse n'umugore we abyemeye, maze ajyana igice gisigaye agishyikiriza Intumwa.

[3]Petero aramubwira ati «Ananiya, ni iki cyatumye Sekinyoma agutaha mu mutima? Wabeshye Roho Mutagatifu maze usigarana igice cy'ikiguzi cy'isambu yawe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Ntiwashoboraga se kugumana isambu yawe ntuyigurishe, cyangwa n'aho umariye kuyigurisha, ntiwari kugumana ikiguzi cyayo uko ubishaka? Uwo mugambi waje ute mu mutima wawe? Si abantu wabeshye, ahubwo wabeshye Imana.»

5Ananiya ngo yumve ayo magambo, yitura hasi, araca; maze ababyumvise bose bashya ubwoba.

6Nuko abasore baraza baramupfunya, maze bajya kumuhamba.

7Hashize nk'amasaha atatu, umugore we na we araza, ariko atazi ibyabaye.

8Petero aramubaza ati «Ni ko ye, koko iki ni cyo kiguzi mwagurishije isambu yanyu?» Umugore arasubiza ati «Ni icyo ngicyo.»

9Petero ni ko kumubwira ati «Mwaje guhuza mute umugambi, kugira ngo musembure Roho wa Nyagasani? Umva imirindi y'abavuye guhamba umugabo wawe bageze ku muryango; nawe bagiye kukujyana.»

10Ako kanya agwa imbere ya Petero, araca. Ba basore ngo binjire basanga amaze gupfa, na we baramujyana bamuhamba iruhande rw'umugabo we.

11Kiliziya yose n'abumvise ibyabaye bose bashya ubwoba.

### Intumwa zikora ibitangaza byinshi

12Intumwa zikomeza gutanga ibimenyetso no gukora ibitangaza byinshi muri rubanda, kandi bose hamwe n'umutima umwe bagakoranira mu nsi y'Ibaraza rya Salomoni.

13Ariko n'ubwo rubanda babashimaga, ntihagire n'umwe utinyuka kubegera.

14Nyamara abantu batabarika, abagabo n'abagore, bagakomeza kwiyongera ku bemera Nyagasani.

15Byageraga n'aho bazana abarwayi mu mihanda y'umugi, bakabaryamisha ku mariri cyangwa mu ngobyi kugira ngo Petero naza kuhanyura, nibura igicucu cye kigere kuri umwe muri bo.

16Ndetse n'imbaga nyamwinshi y'abantu bagashika, baturutse mu turere dukikije Yeruzalemu, bazanye abarwayi n'abantu bahanzweho na za roho mbi, maze bose bagakira.

### Intumwa zongera gufungwa, hanyuma zikava mu buroko

17Nuko umuherezabitambo mukuru kimwe n'abari kumwe na we bose — ari byo kuvuga abo mu gatsiko k'Abasaduseyi — bashengurwa n'ishyari;

18bafatisha Intumwa, bazishyira mu buroko rusange.

19Nyamara muri iryo joro, Umumalayika wa Nyagasani akingura inzugi z'uburoko, abakuramo maze arababwira ati

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

20«Nimugende muhagarare mu Ngoro y'Imana, maze mubwire rubanda ayo magambo yose azabahesha ubugingo!»

21Ngo bamare kubyumva, mu museso binjira mu Ngoro, batangira kwigisha. Umuherezabitambo mukuru kimwe n'abari kumwe na we baraza, bahamagaza Inama nkuru igizwe n'abakuru bose b'Abayisraheli; ni ko gutuma ngo bajye gushaka Intumwa mu buroko.

22Abagaragu baragenda; ngo bagere mu buroko ntibababasangamo. Nuko bagaruka bababwira bati

23«Twasanze uburoko bufunze neza n'abarinzi bahagaze imbere y'imiryango, ariko dukinguye ntitwagira n'umwe dusangamo.»

24Ngo babyumve, umutegeka w'Ingoro n'abatware b'abaherezabitambo barashoberwa, bibaza uko byabagendekeye.

25Ariko haza umuntu arababwira ati «Dore ba bantu mwari mwashyize mu buroko bahagaze mu Ngoro kandi bariho barigisha rubanda.»

26Nuko umutegeka w'Ingoro ajyana n'abagaragu be kuzana Intumwa, ariko batazakuye, kuko batinyaga ko rubanda babatera amabuye.

27Barabazana rero babahagarika imbere y'Inama nkuru. Umuherezabitambo mukuru arababaza ati

28«Twari twarabihanangirije dukomeje kutazongera kwigisha mwitwaje iryo zina, none dore Yeruzalemu yose mwayujujemo inyigisho zanyu. Murashaka rero kuduhamya amaraso y'uwo muntu?»

29Petero n'izindi Ntumwa barabasubiza bati «Tugomba kumvira Imana kuruta abantu.

30Imana y'abasekuruza bacu yazuye Yezu, uwo mwishe mumumanitse ku giti.

31Ni we Imana yakurishije ububasha bwayo ngo abe Umutegetsi n'Umukiza, kugira ngo aronkere Israheli ukwisubiraho n'ibabarirwa ry'ibyaha.

32Turi abagabo bo kubihamya, twe na Roho Mutagatifu Imana yahaye abayumvira.»

33Bo ngo babyumve, umujinya urabasya maze batekereza kubica.

34Ariko mu Nama nkuru hahaguruka umugabo w'Umufarizayi witwa Gamaliyeli, yari umwigishamategeko wubahwaga n'abantu bose; nuko ategeka ko Intumwa zahezwa akanya gato.

35Hanyuma arababwira ati «Bayisraheli, muritondere ibyo mugiye kugirira bariya bantu!

36Dore hambere aha hadutse uwitwa Tewudasi; aza avuga ko ari umuntu ukomeye,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

maze abantu nka magana ane baramuyoboka. Nyamara yamaze kwicwa, abari baramuyobotse baratatana, ibyo yari yatangiye birayoyoka.

37Nyuma y'uwo, mu minsi y'ibarura, haduka Yuda w'Umunyagalileya, akurikirwa n'abantu benshi. Ariko na we aza kwicwa, abari baramuyobotse bose baratatana.

38None rero mbibabwire: ntimugire icyo mutwara bariya bantu, nimubareke bagende. Niba umugambi wabo n'ibikorwa byabo bikomoka ku bantu, bizayoyoka ku bwabyo.

39Ariko kandi niba bikomoka ku Mana, ntimuzashobora kubisenya. Muramenye, hato mutavaho murwanya Imana.» Nuko iyo nama barayemera,

40bahamagara Intumwa bazikubita ibiboko, bazibuza rwose kongera kwigisha mu izina rya Yezu, maze barazirekura.

41Intumwa ngo zive mu Nama nkuru, zigenda zishimye kuko zagize ihirwe ryo kugirirwa nabi, zizira izina rya Yezu.

42Nuko buri munsi ntizisibe kwigishiriza mu Ngoro y'Imana no mu ngo, zamamaza Inkuru Nziza ya Kristu Yezu.

## Ibyakozwe 6

### Itorwa ry'abafasha barindwi b'Intumwa

1Muri iyo minsi, umubare w'abigishwa ukomeza kwiyongera; nuko abavugaga ikigereki muri bo batangira kwinubira Abahebureyi, kuko abapfakazi babo batitabwagaho uko bikwiye mu igabura rya buri munsi.

2Nuko ba Cumi na babiri bahamagaza ikoraniro ry'abigishwa, barababwira bati «Ntibikwiye ko tureka ijambo ry'Imana ngo tujye mu byo kugabura.

3None rero, bavandimwe, nimwishakemo abagabo barindwi b'inyangamugayo buzuye Roho Mutagatifu n'ubuhanga, maze tubashinge uwo murimo.

4Naho twebwe tuzagumya kwibanda ubudahwema ku isengesho no ku murimo wo kwigisha ijambo ry'Imana.»

5Iyo nama ishimisha ikoraniro ryose; batora Sitefano, umuntu wuzuye ukwemera na Roho Mutagatifu, batora na Filipo na Porokori, Nikanori na Timoni, Parumena na Nikola wo muri Antiyokiya wari umuyoboke w'idini ry'Abayahudi.

6Maze babashyira Intumwa; zimaze kubasabira, zibaramburiraho ibiganza.

7Nuko ijambo ry'Imana rikomeza gukwira hose, umubare w'abigishwa urushaho kwiyongera i Yeruzalemu, ndetse n'abaherezabitambo benshi bayoboka ukwemera.

### Sitefano afatwa, akaregwa ibinyoma

8Sitefano, uko Imana yakamusenderejemo ubutoneshwe n'ububasha, yakoraga

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ibitangaza n'ibimenyetso bikomeye muri rubanda.

9Ariko abantu bo mu isengero ryitwa «iry'ababohowe», hamwe n'Abanyasireni n'Abanyalegisandiriya, n'abantu bo muri Silisiya n'abo muri Aziya, batangira kujya impaka na Sitefano.

10Nyamara ntibashoboraga guhangara ubuhanga bwe kimwe na Roho wamuvugiragamo,

11bituma bagurira abantu ngo bavuge bati «Twamwumvise avuga amagambo atuka Musa n'Imana.»

12Nuko bahuruza rubanda hamwe n'abakuru b'umuryango n'abigishamategeko; baraza bamugwa gitumo baramufata, bamujyana mu Nama nkuru.

13Ni ko kuzana abashinjabinyoma baravuga bati «Uyu muntu ntahwema kuvuga amagambo asebya Ahantu hatagatifu kimwe n'Amategeko;

14tunamwumva avuga ko uwo Yezu w'i Nazareti azasenya aha Hantu hatagatifu, akanahindura Amategeko twahawe na Musa.»

15Abari mu Nama nkuru bose baramwitegerezaga, maze babona mu ruhanga rwe hasa n'ah'umumalayika.

## Ibyakozwe 7

### Ukwiregura kwa Sitefano

1Umuherezabitambo mukuru abaza Sitefano ati «Ibyo se koko ni ko biri?»

2Sitefano arasubiza ati «Bavandimwe kandi babyeyi, nimunyumve: Imana Nyir'ikuzo yabonekeye umukurambere wacu Abrahamu igihe yari muri Mezopotamiya, mbere y'uko atura i Harani.

3Iramubwira iti *'Wimuke mu gihugu cyawe no mu muryango wawe, maze ujye mu gihugu nzakwereka.'*

4Nuko Abrahamu yimuka mu gihugu cy'Abakalideya, ajya gutura i Harani. Nyuma y'urupfu rwa se, Imana imuzana muri iki gihugu mutuyemo ubu ngubu.

5Nyamara ntiyigera imukebera isambu muri iki gihugu, habe ndetse n'ahangana urwara, ahubwo imusezeranya kuzakimuhaho umurage, we n'urubyaro rwe, n'ubwo Abrahamu atagiraga umwana.

6Imana ni ko kumubwira iti *'Urubyaro rwawe ruzatura mu gihugu cy'amahanga, babakoreshe imirimo y'agahato kandi babagirire nabi imyaka magana ane.*

7*Nyamara igihugu kizabagira abacakara, ni jye ubwanjye uzagicira urubanza — iyo ari Imana ibivuga —, hanyuma bazavayo maze bajye bansengera aha hantu.'*

8Nuko igirana na we Isezerano rirangwa no kugenywa; bityo abyaye Izaki amugenya

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ku munsi wa munani, hanyuma Izaki na we abigenza atyo kuri Yakobo, na Yakobo abigenza atyo ku basekuruza bacu uko ari cumi na babiri.

9Abo basekuruza bacu bagirira Yozefu ishyari, baramugurisha, ajyanwa mu Misiri. Ariko Imana yari kumwe na we,

10imugobotora mu magorwa ye yose, maze imuha ubutoni n'ubuhanga imbere ya Farawo, umwami wa Misiri, amugira umutware wa Misiri n'uw'urugo rwe rwose.

11Nuko inzara iza gutera mu Misiri no muri Kanahani; amagorwa aba yose maze abasekuruza bacu babura ibibatunga.

12Yakobo ngo yumve ko mu Misiri hari ibiribwa, yoherezayo ku ncuro ya mbere abasekuruza bacu.

13Ku ncuro ya kabiri Yozefu yimenyesha abavandimwe be, bityo na Farawo amenyana n'umuryango wa Yozefu.

14Nuko Yozefu abatuma kuzana se Yakobo n'umuryango we wose, bose hamwe bari abantu mirongo irindwi na batanu.

15Yakobo aramanuka ajya mu Misiri, aba ari ho apfira kimwe n'abasekuruza bacu.

16Nuko babajyana i Sikemu, babahamba mu mva Abrahamu yari yaraguze ku giciro cya feza na bene Hemori, i Sikemu.

17Igihe cyegereje kugira ngo Isezerano Imana yagiriye Abrahamu rirangire, umuryango uriyongera maze ugwira mu Misiri,

18kugeza ubwo mu Misiri hima undi mwami utari uzi Yozefu.

19Uwo mwami apyinagaza umuryango wacu, agirira nabi abasekuruza bacu, kugeza aho abategeka kujugunya abana babo ngo batabaho.

20Muri icyo gihe Musa aravuka, yari umwana mwiza kandi w'igikundiro mu maso y'Imana. Arererwa mu rugo rwa se amezi atatu;

21amaze gutabwa, umukobwa wa Farawo aramuraruza, maze amurera nk'umwana we bwite.

22Nuko Musa yigishwa ubuhanga bwose bw'Abanyamisiri, aba igihangange mu magambo ye no mu bikorwa bye.

23Igihe Musa yujuje imyaka mirongo ine, igitekerezo kimuzamo cyo kugenderera abavandimwe be, Abayisraheli.

24Ngo abone umwe muri bo agirirwa nabi, aramutabara, maze kugira ngo ahorere umuvandimwe we wagirirwaga nabi, yica wa Munyamisiri.

25Yatekerezaga ko abavandimwe be bazumviraho ko Imana izabarokoresha ikiganza cye, ariko ntibabyumva.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

26Bukeye asanga barwana ubwabo, agerageza kubunga agira ati ’Yemwe bagabo, ko muri abavandimwe; igituma mugiririrana nabi ni iki?’

27Ariko uwarenganyaga mugenzi we asunika Musa, avuga ati ’Ni nde wakugize umutware n’umucamanza wacu?

28Mbese urashaka kunyica nk’uko ejo wishe wa Munyamisiri?’

29Musa ngo yumve ayo magambo arahunga, asuhukira mu gihugu cya Madiyani, ahabyarira abahungu babiri.

30Imyaka mirongo ine ishize, umumalayika amubonekera mu gihuru cyaka umuriro, aho yari ari mu butayu bw’umusozi wa Sinayi.

31Musa ngo abibone biramutangaza, aregera ashaka kwitegereza, maze yumva ijwi rya Nyagasani rigira riti

32*’Ndi Imana y’abasekuruza bawe, Imana ya Abrahamu, ya Izaki na Yakobo.’* Musa ahinda umushyitsi, ntiyatinyuka kwitegereza.

33Nuko Nyagasani aramubwira ati *’Kuramo inkweto zawe, kuko aha hantu uhagaze ari ubutaka butagatifu.*

34*Amagorwa y’umuryango wanjye uri mu Misiri narayitegereje, kandi n’imiborogo yawo narayumvise; none namanuwe no kubagobotora. Ubu ngubu rero genda, ngutumyemu Misiri.’*

35Musa uwo nyine bari barihakanye bavuga bati ’Ni nde wakugize umutware n’umucamanza?’, ni we Imana yohereje kubabera umutware n’umutabazi, imutumyeho umumalayika wari wamubonekeye mu gihuru.

36Ni we wabavanye mu Misiri, akora ibitangaza n’ibimenyetso bikomeye muri icyo gihugu, ku Nyanja itukura no mu butayu mu gihe cy’imyaka mirongo ine.

37Musa uwo, ni we wabwiye Abayisraheli ati *’Imana izababonera mu bavandimwe banyu umuhanuzi umeze nkanjye.’*

38Igihe cy’ikoraniro ryo mu butayu, ni we kandi wari uhagaze imbere y’abasekuruza bacu, akavugana n’Umumalayika ku musozi wa Sinayi; ni we wakiriye amagambo y’ubugingo kugira ngo ayadushyikirize.

39Ariko abasekuruza bacu banga kumwumvira, baramuhigika maze bifuza kwisubirira mu Misiri!

40Ni ko kubwira Aroni bati *’Ngaho dukorere imana zo kutugenda imbere; kuko Musa uriya watuvanyemu gihugu cya Misiri, tutazi uko byamugendekeye !’*

41Muri iyo minsi ni bwo bacuze ikimasa , batura igitambo icyo kigirwamana kandi bishimira igikorwa cy’ibiganza byabo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[42]Nuko Imana irabazibukira, irabareka ngo basenge inyenyeri zo mu kirere, nk'uko byanditswe mu gitabo cy'Abahanuzi ngo *'Hari ubwo se mwigeze kuntura ibitambo n'amaturo, muryango wa Israheli, mu myaka mirongo ine yose mwamaze mu butayu?*

[43]*Ahubwo mwahetse ihema rya Moloki n'inyenyeri y'imana yanyu Refani, ibyo bishushanyo mwikoreye kugira ngo mubisenge! Ni cyo gituma nzabajyana bunyago hirya ya Babiloni.'*

[44]Mu butayu, abasekuruza bacu bari bafite ihema rihamya Isezerano; Uwavuganaga na Musa yari yaramutegetse kuryubaka akurikije urugero yari yabonye.

[45]Hanyuma abasekuruza bacu bamaze kurihabwa, bayobowe na Yozuwe, baryinjirana mu gihugu bari bamaze kwigarurira, Imana imaze kwirukanamo amahanga yari agituye; rirahaguma kugeza mu gihe cya Dawudi.

[46]Dawudi uwo nyine yatonnye ku Mana, maze ayisaba guteganya Ingoro igenewe Imana ya Yakobo.

[47]Ariko Salomoni ni we wayubakiye Ingoro.

[48]Nyamara Umusumbabyose ntaba mu mazu yubatswe n'abantu, nk'uko byavuzwe n'umuhanuzi ati

[49]*'Ijuru ni intebe yanjye y'ubwami, isi ikaba akabaho nkandagizaho ibirenge byanjye. None rero, muzanyubakira ingoro nyabaki? — uwo ni Nyagasani ubivuga — Cyangwa se aho nzaruhukira, hazaba hameze hate?*

[50]*Mbese ye, ibiganza byanjye si byo byaremye ibi byose ?'*

[51]Bantu b'ijosi rishingaraye, bantu banangiye umutima n'amatwi, mugahora murwanya Roho Mutagatifu , muri kimwe n'abasekuruza banyu!

[52]Ni nde mu bahanuzi, abasekuruza banyu batatoteje? Ndetse bishe n'abahanuye mbere ukuza kwa ya Ntungane, imwe ubu ngubu mwagambaniye maze mukamwica.

[53]Mwahawe Amategeko muyashyikirijwe n'abamalayika, nyamara ntimwayakurikiza!»

## Urupfu rwa Sitefano

[54]Ayo magambo ya Sitefano arabarakaza, bamuhekenyera amenyo.

[55]Naho we yuzura Roho Mutagatifu, ahanga amaso ijuru, abona ikuzo ry'Imana na Yezu ahagaze iburyo bw'Imana.

[56]Nuko aravuga ati «Dore ndabona ijuru rikinguye, n'Umwana w'umuntu ahagaze iburyo bw'Imana.»

[57]Bahera ko bavuza induru, bipfuka mu matwi maze bamwiroheraho icyarimwe.

[58]Baramukurubana no hanze y'umugi, bamutera amabuye. Abamushinjaga bari

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

barambitse imyambaro yabo imbere y'umusore witwa Sawuli.

59Igihe bamuteraga amabuye, Sitefano asenga agira ati «Nyagasani Yezu, akira ubuzima bwanjye.»

60Nuko arapfukama maze atera hejuru ati «Nyagasani, ntubahore iki cyaha.» Ngo amare kuvuga ibyo, araca.

## Ibyakozwe 8

1Sawuli na we yari mu bemeye ubwo bwicanyi.

### Itotezwa rya mbere

Uwo munsi haduka itotezwa rikomeye muri Kiliziya y'i Yeruzalemu, maze bose uretse Intumwa, batatanira mu turere twa Yudeya na Samariya.

2Abantu bubaha Imana bahamba Sitefano, baramuririra cyane.

3Naho Sawuli we agumya kuyogoza Kiliziya, akinjira mu mazu, agafata abagabo n'abagore, akabashyira mu buroko.

4Abari batatanye bagendaga hose, bamamaza Inkuru Nziza y'ijambo ry'Imana.

### Filipo yamamaza Inkuru Nziza muri Samariya

5Filipo na we aramanuka ajya mu mugi wa Samariya, yigisha abahatuye ibya Kristu.

6Rubanda bashishikariraga n'umutima umwe inyigisho za Filipo, kuko bari barumvise ibitangaza yakoraga kandi bakanabibona.

7Koko rero, roho mbi zasohokaga mu bari bahanzweho zisakuza, ibimuga byinshi n'ibirema bigakira.

8Nuko muri uwo mugi haba ibyishimo byinshi.

9Muri uwo mugi hakaba umugabo witwa Simoni, wari umupfumu, maze agatangaza Abanyasamariya, yiyita akataraboneka.

10Abantu bose kuva ku muto kugera ku mukuru bakamwihambiraho, bavuga bati «Uyu muntu arimo Ububasha bw'Imana, ubwo bita Ubuhangange.»

11Icyatumaga bamwihambiraho batyo, ni uko yari amaze igihe kirekire yarabararuye n'ubwo bupfumu bwe.

12Ariko aho bamariye kwemera Filipo wabamenyeshaga Inkuru Nziza y'Ingoma y'Imana n'izina rya Yezu Kristu, abagabo n'abagore barabatizwa.

13Nuko na Simoni ubwe aremera, arabatizwa, maze yihambira kuri Filipo; yabona ibimenyetso bikomeye n'ibitangaza byakorwaga, akumirwa.

14Intumwa zari i Yeruzalemu zimenye ko muri Samariya bakiriye ijambo ry'Imana, zibohererereza Petero na Yohani.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Bagezeyo, basabira Abanyasamariya kugira ngo bahabwe Roho Mutagatifu,

16kuko ari nta n'umwe muri bo yari yaramanukiyeho; bakaba bari barabatijwe gusa mu izina rya Nyagasani Yezu.

17Nuko Petero na Yohani babaramburiraho ibiganza, maze bahabwa Roho Mutagatifu.

18Simoni rero ngo abone ko Roho Mutagatifu atangwa no kuramburirwaho ibiganza n'Intumwa, azizanira amafaranga, azibwira ati

19«Nimumpe nanjye ubwo bubasha, kugira ngo uwo nzaramburiraho ibiganza ajye ahabwa Roho Mutagatifu.»

20Petero aramusubiza ati «Uragapfana n'amafaranga yawe, kuko watekereje ko ingabire y'Imana igurwa amafaranga!

21Nta mugabane, nta n'umurage ufite muri ibi, kuko umutima wawe udatunganiye Imana.

22Ngaho rero ihane ubwo bugome bwawe, kandi utakambire Nyagasani; wenda yakubabarira icyo gitekerezo cyinjiye mu mutima wawe,

23kuko mbona uri mu ndurwe isharira no mu ngoyi y'icyaha.»

24Simoni ni ko gusubiza ati «Nimunsabire namwe kuri Nyagasani, kugira ngo hatagira ikingwirira mu byo mwavuze.»

25Petero na Yohani bamaze guhamya no kwamamaza ijambo rya Nyagasani, basubira i Yeruzalemu. Bamamaza Inkuru Nziza mu nsisiro nyinshi z'Abanyasamariya.

### Filipo n'umutware w'Umunyetiyopiya

26Umumalayika wa Nyagasani abwira Filipo, ati «Haguruka, ugende werekeje mu majyepfo, unyure mu muhanda umanuka i Yeruzalemu ujya i Gaza, ubu ngubu ukaba utarimo abagenzi.»

27Filipo ahera ko aragenda. Ubwo Umunyetiyopiya wari icyegera cya Kandasi, umwamikazi wa Etiyopiya, akaba n'umunyabintu we, yari yaje gusengera Imana i Yeruzalemu.

28Yari mu nzira ataha, yicaye mu igare rye, agenda asoma igitabo cya Izayi umuhanuzi.

29Roho Mutagatifu abwira Filipo ati «Genda, wegere ririya gare.»

30Filipo ariruka, yumva uwo mutware asoma mu gitabo cya Izayi umuhanuzi, aramubaza ati «Mbese aho ibyo usoma urabyumva?»

31Undi aramusubiza ati «Nabyumva nte se, ntabonye unsobanurira.» Nuko asaba Filipo kurira ngo yicare iruhande rwe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

32 Muri ibyo Byanditswe yahasomaga ibi ngibi *«Bamushoreye nk'intama bajyanye mu ibagiro, cyangwa nk'umwana w'intama wicecekera imbere y'uwupfura ubwoya,na we ntiyaruhije abumbura umunwa.*

33 *Yacishijwe bugufi, acirwa urubanza rw'akarengane. Ni nde uzavuga iby'abazamukomokaho? Ko ubugingo bwe bwazimanganye ku isi, nta cyo yasize.»*

34 Uwo mutware abaza Filipo ati «Ndagusabye ngo umbwire: ni nde umuhanuzi avugaho ibi ngibi? Ni kuri we ubwe, cyangwa se ni undi muntu yavugaga?»

35 Filipo ni ko guterura, ahereye kuri iyo ngingo y'Ibyanditswe, amumenyesha Inkuru Nziza ya Yezu.

36 Uko bagakomeje inzira baza kugera ku mugezi, wa mutware aravuga ati «Dore amazi! Ni iki se kandi cyambuza kubatizwa?»

(37 Filipo aramusubiza ati «Niba wemera Yezu n'umutima wawe wose, birashoboka.» Undi aramubwira ati «Ndemera ko Yezu Kristu ari Umwana w'Imana.»)

38 Nuko ategeka ko bahagarika igare, bombi baramanuka bajya mu mazi, Filipo n'umutware, maze Filipo aramubatiza.

39 Bamaze kuva mu mazi Roho Mutagatifu ajyana Filipo, uwo mutware ntiyongera kumubona ukundi, ahubwo yikomereza urugendo rwe yishimye.

40 Naho Filipo ngo arebe, asanga ari mu mugi wa Azoti, maze yamamaza Inkuru Nziza mu migi yose yanyuragamo, kugeza ko agera i Kayizareya.

## Ibyakozwe 9

### Sawuli yemera Nyagasani Yezu

1 Sawuli nta kindi yatekerezaga kitari ukujujubya no kwica abigishwa ba Nyagasani. Nuko asanga umuherezabitambo mukuru,

2 amusaba inzandiko zo kujya mu masengero y'i Damasi, kugira ngo nagira abo ahasanga bayobotse iyo Nzira, abagabo n'abagore, ababohe abazane i Yeruzalemu.

3 Nuko igihe yari mu nzira agiye kugera i Damasi, ako kanya urumuri ruturutse mu ijuru ruramugota.

4 Yitura hasi, maze yumva ijwi rimubwira riti «Sawuli, Sawuli! Urantotereza iki?»

5 Sawuli arabaza ati «Uri nde, Nyagasani?» Iryo jwi rirasubiza riti «Ndi Yezu, uwo uriho utoteza !

6 Ariko haguruka winjire mu mugi, bari bukubwire icyo ugomba gukora.»

7 Bagenzi be bari kumwe mu rugendo, bari bahagaze bumiwe, kuko bumvaga ijwi ariko ntibabone umuntu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8Sawuli arabaduka, nyamara n'ubwo yabumburaga amaso, nta cyo yabonaga. Bagenzi be ni ko kumurandata bamugeza i Damasi.

9Nuko ahamara iminsi itatu atabona, nta cyo arya nta n'icyo anywa.

10Aho i Damasi rero hakaba umwigishwa witwaga Ananiya. Nyagasani aramubonekera, amuhamagara agira ati «Ananiya!» Undi arasubiza ati «Ndi hano, Nyagasani!»

11Nyagasani aramubwira ati «Haguruka ujye mu muhanda witwa 'Ugororotse', ubarize kwa Yuda umuntu witwa Sawuli, ukomoka i Tarisi. Ubu ariho arasenga,

12kandi mu ibonekerwa, yabonye umuntu witwa Ananiya yinjira iwe, amuramburiraho ibiganza kugira ngo abone.»

13Ananiya arasubiza ati «Nyagasani, numvise benshi bavuga iby'uwo muntu, n'inabi yose yagiriye abatagatifujwe bawe b'i Yeruzalemu,

14kandi n'ino ahafite ububasha yahawe n'abatware b'abaherezabitambo, kugira ngo abohe abiyambaza izina ryawe bose.»

15Ariko Nyagasani aramubwira ati «Genda! Kuko uwo muntu ari igikoresho cyanjye nitoranyirije, kugira ngo amenyekanishe izina ryanjye imbere y'abanyamahanga, imbere y'abami n'imbere y'Abayisraheli.

16Ni jye ubwanjye uzamwereka uburyo bwose azagomba kubabazwa, ahorwa izina ryanjye.»

17Nuko Ananiya aragenda, yinjira mu nzu, amuramburiraho ibiganza, maze aramubwira ati «Sawuli muvandimwe! Nyagasani Yezu wakubonekeye mu nzira uza ino yakuntumyeho, kugira ngo wongere kubona kandi wuzuremo Roho Mutagatifu.»

18Ako kanya, utuntu dusa n'udushishwa duhubuka mu maso ye, yongera kubona maze ahera ko arabatizwa.

19Amaze kurya, yongera kugira intege.

### Sawuli yamamaza Kristu i Damasi

Sawuli amarana iminsi mike n'abigishwa b'i Damasi,

20maze atangira adatinze kwamamaza mu masengero ko Yezu ari Umwana w'Imana.

21Abamwumvaga bose baratangaraga, maze bakabaza bati «Mbese uyu si we wajujubyaga i Yeruzalemu abiyambaza iryo zina? Hanyuma se ntiyazanywe ino no kubaboha, kugira ngo abashyikirize abatware b'abaherezabitambo?»

22Ariko Sawuli arushaho gukomera, agatsinda impaka Abayahudi batuye i Damasi, abemeza ko Yezu ari we Kristu.

23Hashize igihe kinini Abayahudi bajya inama yo kumwica.


© 2012, Bible Society of Rwanda.

24 Nyamara Sawuli aza kumenya ubwo bugambanyi bwabo, bugeza aho kurinda amarembo y'umugi ijoro n'amanywa, ngo babone uko bamwica.

25 Ariko nijoro abigishwa be baramucikisha, bamwururukiriza ku nkike y'umugi, bamumanuriye mu gitebo.

### Sawuli i Yeruzalemu

26 Sawuli ageze i Yeruzalemu, agerageza kwegera abigishwa; ariko bose bakamutinya, kuko batemeraga ko na we ari umwigishwa koko.

27 Nuko Barinaba aramujyana, amushyikiriza Intumwa, azitekerereza uko yabonanye na Nyagasani mu nzira n'uko yamubwiye, n'ukuntu i Damasi yigishije mu izina rya Yezu ashize amanga.

28 Nuko Sawuli agumana na bo, akagenda hose muri Yeruzalemu nta cyo yishisha, ari na ko yigisha mu izina rya Yezu ashize amanga.

29 Yakundaga kuganira n'Abayahudi bavugaga ikigereki kandi akajya impaka na bo; ariko bo bagashaka kumwica.

30 Abavandimwe ngo babimenye, baramuherekeza bamugeza i Kayizareya, maze bamwohereza i Tarisi.

31 Ubwo Kiliziya yariho mu mahoro muri Yudeya yose, muri Galileya no muri Samariya, ishinga imizi kandi ikomeza kubaha Nyagasani, bityo irushaho kujya mbere ikomejwe na Roho Mutagatifu.

### Petero akiza Eneya w'i Lida

32 Ubwo rero Petero wazengurukaga igihugu cyose, aza kugera no ku batagatifujwe bari batuye i Lida.

33 Ahasanga umuntu witwa Eneya, wari umaze imyaka umunani atabyuka, kubera ubumuga.

34 Petero aramubwira ati «Eneya, Yezu Kristu aragukijije. Haguruka wisasire uburiri bwawe!» Uwo mwanya arahaguruka.

35 Nuko abaturage bose b'i Lida n'abo mu kibaya cya Saroni babibonye, bayoboka Nyagasani.

### Petero i Yope; azura Tabita

36 Ubwo i Yope hakaba umwigishwakazi witwa Tabita, mu kigereki rikaba Doruka. Yakoraga ibikorwa byiza byinshi, kandi agatanga n'imfashanyo y'abakene.

37 Muri iyo minsi aza gufatwa n'indwara, maze arapfa. Bamaze kuhagira umurambo we, bawurambika mu cyumba cyo mu nzu yo hejuru.

38 Kuko rero Lida yari bugufi bw'i Yope, abigishwa bakaba barumvise ko Petero ariho

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ari, bamutumaho abantu babiri kumubwira bati «Ntutindiganye kuza iwacu.»

39Petero ahaguruka uwo mwanya, ajyana na bo. Akihagera, bamujyana muri cya
cyumba cyo mu nzu yo hejuru, abapfakazi bose bari bamukikije barira, bereka Petero
amakanzu n'ibishura Doruka yadodaga akiri kumwe na bo.

40Nuko Petero aheza abantu bose, arapfukama arasenga; hanyuma ahindukirira
umurambo aravuga ati «Tabita, haguruka!» Nuko ngo abumbure amaso abona
Petero, areguka maze aricara.

41Petero amuhereza ikiganza aramuhagurutsa; ni ko guhamagara abatagatifujwe
n'abapfakazi, aramubereka ari mutaraga.

42Iyo nkuru imenyekana i Yope hose, bituma abantu benshi bemera Nyagasani.

43Nuko Petero amara iminsi myinshi i Yope, acumbitse kwa Simoni w'umukannyi.

## Ibyakozwe 10

### Ibonekerwa rya Koruneli, i Kayizareya

1I Kayizareya hakaba umuntu witwa Koruneli, wari umutegeka w'abasirikare bo mu
mutwe witwa «uw'Ubutaliyani».

2Yari umuntu wubaha kandi agatinya Imana, we n'urugo rwe rwose, akagirira
ubuntu bwinshi rubanda kandi agasenga Imana ubudasiba.

3Nuko umunsi umwe, nko ku isaha ya cyenda y'amanywa, arabonekerwa: abona
umumalayika w'Imana yinjira iwe, maze aramubwira ati «Koruneli!»

4Undi amuhanga amaso, ubwoba buramutaha, ni ko gusubiza ati «Ni iki se,
Nyagasani?» Umumalayika aramubwira ati «Amasengesho yawe n'ubuntu bwawe
byageze ku Mana, ntibyibagirwa.

5None rero, ohereza abantu i Yope utumize umuntu witwa Simoni, wahimbwe irya
Petero.

6Acumbitse ku wundi muntu witwa Simoni w'umukannyi, utuye mu rugo ruri
iruhande rw'inyanja.»

7Umumalayika bavuganaga ngo amare kugenda, Koruneli ahamagaza abantu babiri
bo mu rugo rwe, n'umusirikare umukoreye igihe kirekire kandi wubaha Imana;

8amaze kubatekerereza byose, abohereza i Yope.

### Ibonekerwa rya Petero i Yope

9Bukeye bw'uwo munsi, ba bantu bakiri mu nzira ahajya kwegera umugi, ubwo na
Petero akaba yazamutse ajya ahitaruye hejuru y'igisenge cy'inzu gusenga; hari nka
saa sita.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Nuko aza gusonza yifuza kurya. Igihe rero bakimutegurira ibyo kurya, ahera ko atwarwa.

11Abona ijuru rirakingutse, hamanuka ikintu kimeze nk'umwenda munini gifashwe mu mfuruka enye, cyururuka kigana ku isi.

12Muri uwo mwenda harimo inyamaswa zose z'amaguru ane, ibikururuka ku butaka n'ibiguruka mu kirere.

13Nuko yumva ijwi rimubwira riti «Petero, haguruka wice maze urye.»

14Petero arasubiza ati «Oya, Nyagasani! Nabera sindarya icyanduye cyangwa igihumanya.»

15Rya jwi rero ryongera kumubwira ku ncuro ya kabiri, riti «Icyo Imana yahumanuye ntukacyite icyanduye!»

16Ibyo biba incuro eshatu, maze cya kintu gisubizwa mu ijuru.

17Nuko igihe Petero akibaza iby'iryo bonekerwa n'icyo rishaka kuvuga, aboherejwe na Koruneli baba barayoboza urugo rwa Simoni, bahagarara ku marembo.

18Barahamagara kugira ngo bamenye ko Simoni, wahimbwe irya Petero, acumbitse muri urwo rugo.

19Petero yari akibaza iby'ibonekerwa rye, ariko Roho aramubwira ati «Dore hari abantu batatu bagushaka.

20Manuka rero ujyane na bo nta kugingimiranya, kuko ari jyewe ubohereje.»

21Petero aramanuka asanga ba bantu, maze arababwira ati «Uwo mushaka ni jye. Muragenzwa n'iki?»

22Baramusubiza bati «Twatumwe n'umutegeka w'abasirikare witwa Koruneli, umuntu w'intungane, utinya Imana kandi agashimwa n'umuryango wose w'Abayahudi. Yabwiwe rero n'umumalayika mutagatifu kugutumira, kugira ngo yumve ibyo umubwira.»

23Nuko Petero abinjiza mu nzu, arabacumbikira. Bukeye, arahaguruka ajyana na bo, aherekejwe na bamwe mu bavandimwe b'i Yope.

24Ku munsi ukurikiyeho, Petero agera i Kayizareya, asanga Koruneli abategereje, yatumiye bene wabo n'incuti ze z'amagara.

25Petero ngo ajye kwinjira, Koruneli aramusanganira agwa hasi imbere ye aramupfukamira.

26Nuko Petero aramuhagurutsa, amubwira ati «Haguruka! Nanjye ndi umuntu nkawe.»

27Nuko yinjirana na Koruneli baganira, asanga hateraniye abantu benshi,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

28maze arababwira ati «Muzi ko ku Muyahudi bibujijwe kugirana umubano cyangwa se umushyikirano n'abanyamahanga. Nyamara Imana yanyeretse ko nta muntu n'umwe nkwiriye kunena cyangwa ngo mwite uwahumanye.

29Ni na cyo cyatumye untumira nkaza ntashidikanya. None rero ndashaka kumenya impamvu yatumye untumira.»

30Koruneli arasubiza ati «Hashize iminsi itatu, icyo gihe nari mu nzu yanjye nsenga, hari nko ku isaha ya cyenda y'amanywa. Uwo mwanya, umuntu wambaye imyenda irabagirana ahagarara imbere yanjye,

31maze arambwira ati 'Koruneli, isengesho ryawe ryakiriwe n'ubuntu bwawe buribukwa mu maso y'Imana.

32Wohereze rero abantu i Yope, utumire Simoni uhimbwa irya Petero aze hano. Acumbitse mu rugo rwa Simoni w'umukannyi, iruhande rw'inyanja'.

33Mpera ko rero ngutumaho, nawe ugize neza kuko uje. None ubu dukoraniye imbere yawe, kugira ngo twumve icyo Nyagasani yagutegetse kutubwira cyose.»

### Inyigisho ya Petero kwa Koruneli

34Nuko Petero aterura agira ati «Noneho numvise mu by'ukuri ko Imana itarobanura,

35ahubwo inyurwa n'umuntu wa buri hanga iryo ari ryo ryose uyitinya kandi agaharanira ubutungane.

36Ubwo butumwa bwayo yabwoherereje Abayisraheli, ari bwo Inkuru Nziza y'amahoro bazaniwe na Yezu Kristu, Umutegetsi w'abantu bose.

37Mwese muzi ibyabaye muri Yudeya yose, bihereye mu Galileya nyuma ya batisimu Yohani yigishaga.

38Muzi n'ibya Yezu w'i Nazareti: ukuntu Imana yamusize amavuta y'ubutore ibigirishije Roho Mutagatifu, ikamuha n'ububasha; n'uko yagendaga agira neza aho anyuze hose, akiza abahanzweho na Sekibi bose, kuko Imana yari kumwe na we.

39Natwe rero turi abahamya b'ibyo yakoze mu gihugu cy'Abayahudi kimwe n'i Yeruzalemu. Bamwishe bamumanitse ku giti,

40ariko Imana yamuzuye ku munsi wa gatatu, imuha no kwigaragaza;

41atari kuri rubanda rwose, ahubwo ku bahamya batoranyijwe n'Imana hakiri kare, twebwe abariye kandi tukanywa kumwe na we aho amariye kuzuka mu bapfuye.

42Nuko adutegeka kwamamaza no guhamya muri rubanda ko ari we washyizweho n'Imana kuba umucamanza w'abazima n'abapfuye;

43abahanuzi bose bemeza ko umwemera wese azaronka imbabazi z'ibyaha, abikesha ububasha bw'izina rye.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Roho Mutagatifu amanukira ku banyamahanga

44Petero akivuga ibyo, Roho Mutagatifu amanukira ku bumvaga iryo jambo bose.

45Nuko abemera bo mu bagenywe bari baraherekeje Petero batangazwa no kubona ingabire ya Roho Mutagatifu yasesekaye no ku banyamahanga.

46Koko rero, bumvaga abo bantu bavuga mu ndimi kandi bakuza Imana. Petero ni ko kungamo ati

47«Hari uwashobora se kubuza aba bantu kubatirishwa amazi, kandi na bo bahawe Roho Mutagatifu kimwe natwe?»

48Nuko ategeka ko bababatiza mu izina rya Yezu Kristu. Maze basaba Petero kugumana na bo iminsi mike.

## Ibyakozwe 11

### I Yeruzalemu, Petero asobanura imyifatire ye kwa Koruneli

1Intumwa n'abavandimwe bari muri Yudeya bari barumvise ko n'abanyamahanga bakiriye ijambo ry'Imana.

2Petero rero ngo agaruke i Yeruzalemu, abagenywe batangira kumugisha impaka, bagira bati

3«Ubonye ngo uragenderera abatagenywe kandi ugasangira na bo!»

4Nuko Petero abatekerereza uko byose byagenze, nta cyo aciyeho, agira ati

5«Nari mu mugi w'i Yope ndiho nsenga, nza gutwarwa, maze mbona mu ijuru ikintu kimeze nk'umwenda munini, gifashwe mu mfuruka enye cyururuka gituruka mu ijuru, maze kiza kinsanga.

6Uko nakagihanze amaso, nitegereje mbona inyamaswa z'amaguru ane zo ku isi, ibikoko by'inkazi, ari ibikururuka ku butaka ari n'ibiguruka mu kirere.

7Nuko numva ijwi rimbwira riti 'Petero, haguruka wice maze urye!'

8Ni ko gusubiza nti «Oya, Nyagasani! Nabera sinigeze nasamira icyanduye cyangwa igihumanya.'

9Ijwi rituruka mu ijuru ryongera kumbwira riti 'Icyo Imana yahumanuye, ntukacyite icyanduye.'

10Ibyo biba incuro eshatu, hanyuma byose bisubizwa mu ijuru.

11Ako kanya, abantu batatu bari baturutse i Kayizareya bantumweho, baba bahagaze ku rugo nari ncumbitsemo.

12Roho Mutagatifu ambwira kujyana na bo nta gushidikanya. Aba bavandimwe batandatu muruzi ni bo bamperekeje, nuko twinjira mu nzu y'uwo muntu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Ubwo adutekerereza ukuntu yabonye umumalayika wamubonekeye mu nzu ye, akamubwira ati ’Wohereze abantu i Yope, utumire Simoni uhimbwa irya Petero.

14Azakubwira amagambo azagukiza, wowe n’urugo rwawe rwose.’

15Igihe rero nteruye kuvuga, Roho Mutagatifu abamanukiraho nk’uko natwe yatumanukiyeho mu ntangiriro.

16Ubwo nahise nibuka ijambo rya Nyagasani yavuze ati *’Yohani yabatirishije amazi, naho mwebwe muzabatirizwa muri Roho Mutagatifu.’*

17Niba se Imana yarahaye abo bantu ingabire imwe natwe igihe twemeye Nyagasani Yezu Kristu, jyewe rero nari nde wo kuburizamo umugambi w’Imana?»

18Bumvise ibyo baratuza, bakuza Imana bavuga bati «Noneho Imana yahaye n’abanyamahanga kwisubiraho kugira ngo baronke ubugingo!»

### Kiliziya ishinga imizi i Antiyokiya

19Nyamara, abari batatanyijwe n’ibitotezo byavutse igihe cya Sitefano, baragenda bagera muri Fenisiya, i Shipure n’i Antiyokiya, ntibagira undi batangariza ijambo ry’Imana, uretse Abayahudi bonyine.

20Ariko bamwe muri bo bakomoka muri Shipure no muri Sireni bageze i Antiyokiya, bamenyesha n’Abagereki Inkuru Nziza ya Nyagasani Yezu.

21Ububasha bwa Nyagasani burababakomeza, bigatuma umubare w’abahinduka bakamwemera urushaho kwiyongera.

22Iyo nkuru iza kugera kuri Kiliziya y’i Yeruzalemu, maze bohereza Barinaba i Antiyokiya.

23Ngo agereyo, abona ineza Imana yari yabagiriye, biramushimisha. Nuko arabihanangiriza ngo bizirike kuri Nyagasani babikuye ku mutima.

24Koko rero, Barinaba yari umunyangeso nziza, wuzuye Roho Mutagatifu n’ukwemera. Bityo abantu benshi biyongera ku bemera Nyagasani.

25Nuko Barinaba ajya i Tarisi gushaka Sawuli;

26ahamusanze amuzana i Antiyokiya. Bahamara umwaka wose bakorera iyo Kiliziya kandi bigisha inteko nyamwinshi y’abantu. Aho i Antiyokiya nyine, ni ho abigishwa bitiwe bwa mbere na mbere «Abakristu».

### Abakristu b’i Antiyokiya bohereza imfashanyo i Yeruzalemu

27Icyo gihe, abahanuzi bamanuka i Yeruzalemu bajya i Antiyokiya.

28Umwe muri bo witwaga Agabo, amurikiwe na Roho Mutagatifu, ahanura ko inzara ikomeye igiye gutera ku isi yose — ari yo yateye ku ngoma ya Kalawudiyo —.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

29Abigishwa rero, biyemeza gufasha abavandimwe batuye muri Yudeya, bakurikije na none amikoro ya buri muntu.

30Koko babigenza batyo, maze izo mfashanyo bazohererereza abakuru b'ikoraniro, zijyanwa na Barinaba na Sawuli.

## Ibyakozwe 12

### Yakobo yicwa; Petero afungwa agacika

1Icyo gihe, umwami Herodi atangira kugirira nabi bamwe muri Kiliziya,

2yicisha inkota Yakobo, umuvandimwe wa Yohani.

3Abonye ko ibyo bishimishije Abayahudi, yongera no gufata Petero, — ubwo hakaba mu minsi mikuru y'imigati idasembuye —

.

4Amaze kumufata amushyira mu buroko, ategeka amatsinda ane, rimwe rigizwe n'abasirikare bane, kumurinda. Yashakaga kumuhingutsa imbere ya rubanda nyuma y'umunsi mukuru wa Pasika.

5Petero aguma mu buroko, ariko Kiliziya ikamusabira ku Mana ubudatuza.

6Herodi araye ari bumutange ngo acirwe urubanza, muri iryo joro Petero akaba arasinziriye, akikijwe n'abasirikare babiri kandi aboheshejwe iminyururu ibiri, n'abarinzi bahagaze mu mwanya wabo imbere y'umuryango.

7Ako kanya, umumalayika wa Nyagasani arahatunguka, maze urumuri rutangaza muri ubwo buroko. Uwo mumalayika akomanga Petero mu mbavu, amukangura amubwira ati «Haguruka bwangu!» Iminyururu ihita imuva ku maboko, iragwa.

8Umumalayika aramubwira ati «Kenyera, wambare n'inkweto zawe!» Abigenza atyo, maze umumalayika yongera kumubwira ati «Ifubike igishura cyawe, maze unkurikire!»

9Nuko Petero asohoka amukurikiye, ariko atazi ko ibyakorwaga n'umumalayika ari ukuri, ahubwo akibwira ko ari inzozi yarose.

10Banyura ku barinzi ba mbere, hanyuma no ku ba kabiri, maze bagera ku rugi rw'icyuma rwerekeraga mu mugi; rurikingura ubwarwo. Barasohoka barenga umuhanda umwe, ako kanya umumalayika amusiga aho.

11Nuko Petero ngo agarure umutima, aravuga ati «Noneho menye by'ukuri ko Nyagasani yohereje umumalayika we, akangobotora mu biganza bya Herodi kandi akankiza n'imihigo yose y'imbaga y'Abayahudi.»

12Amaze kumva ibyo ari byo, ajya kwa Mariya nyina wa Yohani bitaga Mariko, aho abantu benshi bari bateraniye basenga.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Petero akomanga ku rugi rw'irembo, umukobwa w'umuja witwaga Roda ajya kumva uwo ari we.

14Amenya ijwi rya Petero, ariko ibyishimo bimubuza gukingura, ahubwo yirukanka ajya mu nzu kumenyesha abandi ko Petero ahagaze inyuma y'irembo.

15Ariko bo baramubwira bati «Wasaze!» Ababwira akomeje ko ari ko bimeze. Nuko baravuga bati «Ni umumalayika we!

16Nyamara Petero yakomezaga gukomanga, bigeze aho baza gukingura, basanze ari we, barumirwa.

17Abacecekesha ikiganza, maze abatekerereza uburyo Nyagasani yamukuye mu buroko, hanyuma arababwira ati «Nimujye kubimenyesha Yakobo n'abavandimwe.» Nuko arahava, yigira ahandi hantu.

18Bukeye, haba impagarara nyinshi mu basirikare, bibaza uko Petero byamugendekeye.

19Herodi amushakisha hose ariko ntiyamubona, ni bwo rero abanje kubaza abarinzi, hanyuma ategeka ko babica. Birangiye, Herodi ava mu Yudeya, ajya i Kayizareya ahamara iminsi.

### Urupfu rwa Herodi Agripa

20Herodi yari arakariye cyane abantu b'i Tiri n'i Sidoni. Nuko bo bahuza umugambi baramusanga, maze ku bw'inkunga y'uwitwa Bulasito, umutware w'abanyanzu b'ibwami bari bamaze guhongerera, basaba umwami amahoro kuko bahahiraga mu gihugu cye.

21Ku munsi wari wemejwe, Herodi yambara imyambaro ye ya cyami, yicara ku ntebe ahirengeye, maze afata ijambo abwira rubanda.

22Igihe rubanda bariho bamushimagiza bagira bati «Noneho ni ijwi ry'Imana, si iry'umuntu»,

23ako kanya umumalayika wa Nyagasani aramukubita, agwa inyo arapfa, kuko atari yahaye Imana icyubahiro.

24Nyamara ijambo ry'Imana rirushaho gukura no kwamamara.

25Naho Barinaba na Sawuli barangije umurimo wabo i Yeruzalemu, bagarukana na Yohani bitaga Mariko.

## Ibyakozwe 13

### Barinaba na Sawuli boherezwa mu butumwa

1Muri Kiliziya y'i Antiyokiya hari abahanuzi n'abigisha, ari bo Barinaba, Simewoni bitaga «Umwirabura» na Lusiyusi w'i Sireni, Manaheni wari warareranywe

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'umwami Herodi, na Sawuli.

2Igihe bari bateraniye gusenga kandi basibye kurya, Roho Mutagatifu arababwira ati «Barinaba na Sawuli nimubashyire ukwabo, bajye gukora umurimo nabahamagariye.»

3Nuko bamaze gusiba kurya no kwambaza, babaramburiraho ibiganza, baraboherereza.

### Barinaba na Sawuli i Shipure

4Ubwo Barinaba na Sawuli batumwe na Roho Mutagatifu, bamanukira i Selewukiya, aho bafatiye ubwato berekeza mu kirwa cya Shipure.

5Bageze i Salamina, bamamaza ijambo ry'Imana mu masengero y'Abayahudi. Ubwo bari kumwe na Yohani, umufasha wabo.

6Bamaze kwambukiranya ikirwa cyose kugera i Pafo, bahasanga umupfumu w'ingirwamuhanuzi, akaba Umuyahudi witwaga Bariyezu,

7wabaga kwa Serigiyo Pawulo wategekaga icyo kirwa, akaba n'umuntu w'umunyabwenge. Uwo mutegetsi atumira Barinaba na Sawuli, maze abagaragariza ko yifuza kumva ijambo ry'Imana.

8Nyamara uwo mupfumu Elimasi, — kuko ari ko izina rye risobanurwa — arabatambamira, ashaka uko yayobya uwo mutegetsi ngo amubuze kwemera.

9Nuko Sawuli, ari we Pawulo , yuzura Roho Mutagatifu, amuhanga amaso

10maze aramubwira ati «Yewe muntu wuzuyemo uburiganya n'amahugu, mwana wa Sekinyoma, mwanzi w'icyitwa ubutungane cyose, uzahereza he gusiba amayira atunganye ya Nyagasani?

11Noneho ahasigaye, ngiki ikiganza cya Nyagasani hejuru yawe: ugiye kuba impumyi umare igihe utabona izuba.» Ako kanya afatwa n'umwijima w'icuraburindi, arindagira ashaka uwamurandata.

12Wa mutegetsi ngo abone ibibaye, atangazwa n'inyigisho za Nyagasani, nuko aremera.

### Pawulo yigisha i Antiyokiya ho muri Pisidiya

13Pawulo na bagenzi be bafatira ubwato i Pafo, bambuka bajya i Perige ho muri Pamfiliya. Nuko Yohani atandukana na bo, yisubirira i Yeruzalemu.

14Bo rero ngo bave i Perige, barakomeza bagera i Antiyokiya ho muri Pisidiya. Ku isabato, binjira mu isengero baricara.

15Nyuma y'isomo ryo mu gitabo cy'Amategeko n'Abahanuzi, abatware b'isengero babatumaho bati «Bavandimwe, niba hari amagambo mufite yashishikaza rubanda, ngaho nimuvuge!»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16 Nuko Pawulo arahaguruka, amaze kubacecekesha ikiganza, araterura ati «Bayisraheli, namwe abatinya Imana, nimunyumve.

17 Imana ya Israheli, umuryango wacu, yitoreye abasekuruza bacu, ibaha kororoka igihe bari abasuhuke mu gihugu cya Misiri. Hanyuma ihabavanisha ububasha bwayo bukomeye,

18 ibitaho mu myaka mirongo ine yose bamaze mu butayu.

19 Nuko imaze kwimura amahanga arindwi mu gihugu cya Kanahani, ibagabira icyo gihugu ho umurage.

20 Ibyo byose byamaze imyaka igera kuri magana ane na mirongo itanu. Hanyuma ibaha abacamanza kugera kuri Samweli, umuhanuzi.

21 Ni bwo basabye umwami, Imana ibaha Sawuli mwene Kishi wo mu muryango wa Benyamini, amara imyaka mirongo ine ku ngoma.

22 Imana imaze kumuhigika, ishyiraho Dawudi ngo ababere umwami, ari na we yatanzeho icyemezo iti *'Nabonye Dawudi mwene Yese, umuntu unguye ku mutima, uzakora ibyonshaka byose.'*

23 Mu rubyaro rwe, nk'uko Imana yari yarabimusezeranyije, ni ho yakuye Yezu, Umukiza wa Israheli.

24 Mbere y'ukuza kwe, Yohani yatangarije Abayisraheli bose batisimu yo kwisubiraho.

25 Nuko ajya kurangiza ubutumwa bwe, aravuga ati 'Nta bwo ndi uwo mukeka! Ahubwo hari ugiye kuza ankurikiye, nkaba ntakwiriye no guhambura udushumi tw'inkweto ze.'

26 Bavandimwe, mwaba urubyaro rwa Abrahamu cyangwa se mwaba abatinya Imana, iri jambo ry'umukiro ni mwe ryohererejwe.

27 Koko rero, abaturage b'i Yeruzalemu n'abatware babo birengagije Yezu; maze mu kumucira urubanza, barangiza batyo ibyo abahanuzi bavuze, bisomwa kuri buri sabato.

28 N'ubwo batabonye impamvu n'imwe yo kumwicisha, basabye Pilato ngo amwice.

29 Bamaze kurangiza ibyari byaramwanditsweho byose, bamumanura ku musaraba maze bamushyira mu mva.

30 Ariko Imana yamuzuye mu bapfuye,

31 amara iminsi myinshi abonekera abari barazamukanye na we kuva muri Galileya kugera i Yeruzalemu, ari na bo bahamya babyo muri rubanda kugeza na n'ubu.

32 Natwe rero turabamenyesha iyo Nkuru Nziza: iryo Sezerano Imana yagiranye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n’abasekuruza bacu,

33yararidusohoreje twebwe abana babo, igihe yazuraga Yezu nk’uko byanditswe muri zaburi ya kabiri ngo *’Uri umwana wanjye, nakwibyariye uyumunsi.’*

34Iby’uko yamuzuye mu bapfuye, akaba adashobora gusubira mu bushanguke, Imana yabivuze muri aya magambo, iti *’Nzabaha ibyiza nasezeranyije Dawudi, ku buryo budasubirwaho.’*

35Ni cyo gituma n’ahandi havugwa ngo *’Ntuzareka Intungane yawe imenyana n’ubushanguke.’*

36Dawudi akiriho yarangije ugushaka kw’Imana, arasaza maze ashyingurwa hamwe n’abasekuruza be kandi yarashangutse.

37Nyamara uwo Imana yazuye, we ntarakamenyana n’ubushanguke.

38Nimumenye rero, bavandimwe, ko ari ku bwe mwamenyeshejwe ibabarirwa ry’ibyaha, n’ubwo butungane mutashoboye kubona mu Mategeko ya Musa,

39uwemera wese akabuherwa muri we.

40Muririnde rero mutagubwaho n’ibyavuzwe n’abahanuzi bagira bati

41*’Nimurebe, mwa banyagasuzuguro mwe, nimutangare maze bibatere gutatana. Koko rero muri iki gihe cyanyu, ngiye gukora igikorwa mutabasha kwemera,n’ubwo hagira ukibabwira !’»*

42Pawulo na Barinaba basohotse, abo bantu babasaba ko ku isabato itaha bazongera kubabwira ayo magambo.

43Ikoraniro rimaze gusezererwa, benshi mu Bayahudi no mu banyamahanga bayobotse idini yabo baherekeza Pawulo na Barinaba. Bo rero bakomeza kubaganiriza babashishikariza gukomera ku ngabire y’Imana.

### Pawulo na Barinaba biyemeza kwigisha abanyamahanga

44Ku isabato yakurikiyeho, hafi umugi wose urakorana kugira ngo bumve ijambo ry’Imana.

45Abayahudi rero, ngo babone icyo kivunge cy’abantu, bagira ishyari, ni ko guhinyura ibyo Pawulo yavugaga, babisebya.

46Nuko Pawulo na Barinaba bavuga nta cyo bishisha, bati «Byari ngombwa ko ari mwe mubanza gushyikirizwa ijambo ry’Imana! None ubwo muryamaganye, mukabona ko mwebwe ubwanyu mudakwiye ubugingo buhoraho, ngaho rero twisangiye abanyamahanga.

47Ni na ko Nyagasani yadutegetse agira ati *’Nagushyiriyeho kuba urumuri rw’amahanga,kugira ngo uzajyane ijambo ry’umukiro kugeza aho isi igarukira.’»*

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

48Abanyamahanga babyumvise barishima, basingiza ijambo rya Nyagasani, n'abari baragenewe ubugingo bose baremera.

49Nuko ijambo rya Nyagasani ryogera muri icyo gihugu cyose,

50ariko Abayahudi boshya abagore b'abapfasoni bubahaga Imana, kimwe n'abanyacyubahiro bo muri uwo mugi, babateza Pawulo na Barinaba ngo babatoteze, kugeza ubwo babamenesha mu gihugu cyabo.

51Na bo ngo bamare kwihungura umukungugu wo mu birenge byabo, barawubasigira maze bajya mu mugi witwa Ikoniyo.

52Abigishwa b'aho basigaye buzuye ibyishimo na Roho Mutagatifu.

## Ibyakozwe 14

### Pawulo na Barinaba muri Ikoniyo

1Aho Ikoniyo na ho ni ko byagenze. Pawulo na Barinaba binjiye mu isengero ry'Abayahudi, baravuga ku buryo Abayahudi n'Abagereki benshi bemeye.

2Ariko bamwe mu Bayahudi bari banze kwemera, batera imidugararo mu banyamahanga, baboshya kugirira nabi abavandimwe.

3Pawulo na Barinaba bahamara igihe kirekire, bakigisha bashize amanga kuko bari biringiye Nyagasani wahamyaga ukuri kw'amagambo yabo, abaha gukora ibimenyetso n'ibitangaza bikomeye.

4Abatuye uwo mugi rero bicamo ibice: bamwe bajya ku ruhande rw'Abayahudi, abandi ku rw'Intumwa.

5Nuko abanyamahanga n'Abayahudi bajya inama n'abatware babo ngo bagirire nabi Intumwa, bazitere amabuye.

6Pawulo na Barinaba babimenye, bashaka ubuhungiro mu migi ya Lisitiri na Deribe yo muri Likawoniya, no mu turere tuyikikije.

7Na ho bakomeza kwamamaza Inkuru Nziza.

### Pawulo akiza ikirema cy'i Lisitiri

8Nuko i Lisitiri hakaba umuntu waremaye ibirenge, kuko yari yaravukanye ubumuga, atigeze atambuka.

9Umunsi umwe, yari ateze amatwi Pawulo yigisha, Pawulo na we amwitegereje, abona ko afite ukwemera guhagije kugira ngo akire,

10amubwira mu ijwi riranguruye ati «Haguruka, uhagarare wemye!» Umuntu arabaduka, aragenda.

11Rubanda rero ngo babone ibyo Pawulo amaze gukora, batera hejuru bavuga mu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

rurimi rwabo kavukire rwo muri Likawoniya, bati «Imana zisa n'abantu zaje muri twe!»

12 Nuko Barinaba bamwita «Zewusi », naho Pawulo bamwita «Herimesi», kuko ari we wakundaga gufata ijambo.

13 Nuko umuherezabitambo w'ikigirwamana Zewusi, (ingoro yacyo ikaba yari ku irembo ry'umugi), azana ibimasa bitatse indabyo abishyira imbere y'irembo, kuko yashakaga we na rubanda, gutura igitambo.

14 Ariko Pawulo na Barinaba, ngo bumve iyo nkuru, bashishimura imyambaro yabo maze biroha muri rubanda batera hejuru, bati

15 «Ibyo mukora ni ibiki? Natwe turi abantu nkamwe. Inkuru Nziza tubamenyesha, irabasaba ko mwigizayo ayo manjwe, ngo mugarukire Imana Nzima yaremye ijuru n'isi, inyanja n'ibiyirimo byose.

16 Mu bihe byo hambere, yaretse amahanga yose akora ibyo yishakiye;

17 nyamara ntiyaretse gutanga ibimenyetso bihamya ubugiraneza bwayo: ibaha imvura n'ibihe by'uburumbuke, ikabahaza ibibatunga, n'imitima yanyu ikayuzuza ibyishimo.»

18 Ayo magambo yabo atuma rubanda batuza ariko bigoranye, bityo bareka kubatura igitambo.

19 Nuko haza kwaduka Abayahudi baturutse Antiyokiya n'Ikoniyo, bigarurira rubanda. Batera Pawulo amabuye, hanyuma bamukururira hirya y'umugi bibwira ko yapfuye.

20 Ariko igihe abigishwa bari bamukikije, arahaguruka asubira mu mugi. Bukeye ajyana na Barinaba i Deribe.

### Pawulo na Barinaba bagaruka Antiyokiya

21 Ngo bamare kwamamaza Inkuru Nziza muri uwo mugi no kuhabona abigishwa benshi, bahera ko basubira i Lisitiri, Ikoniyo n'i Antiyokiya.

22 Bakomezaga umutima w'abigishwa, bakabatera umwete ngo bakomere mu kwemera, bababwira bati «Ni ngombwa ko tunyura mu magorwa menshi, kugira ngo tubone kwinjira mu Ngoma y'Imana.»

23 Nuko bashyiraho abakuru muri buri Kiliziya, bamaze gusenga no gusiba kurya, babaragiza Nyagasani bari baremeye.

24 Hanyuma bambukiranya akarere ka Pisidiya, bagera muri Pamfiliya.

25 Bamaze kwamamaza ijambo ry'Imana i Perige, bamanuka berekeza Ataliya.

26 Bahavuye, bajya mu bwato berekeza Antiyokiya, ari na wo mugi bari

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

baraturutsemo, ubwo abavandimwe babo babaragizaga Imana, babasabira kuzatunganya uwo murimo nyine bari bamaze kurangiza.

27Bagezeyo, bakoranya Kiliziya, babatekerereza ibyo Imana yari yakoranye na bo byose, ariko cyane cyane ko yugururiye abanyamahanga irembo ry'ukwemera.

28Nuko bamarana iminsi n'abigishwa.

## Ibyakozwe 15

### Impaka ku byerekeye igenywa

1Nuko abantu bamwe bavuye muri Yudeya, baza bigisha abavandimwe bo muri Antiyokiya bati «Niba mutigenyesheje uko Musa yabitegetse, ntimushobora gukizwa.»

2Nuko havuka amakimbirane n'impaka zikomeye kuri Pawulo na Barinaba bavuguruza abo bantu; ni ko kwemeza ko Pawulo na Barinaba hamwe n'abandi muri bo, bajya i Yeruzalemu kureba Intumwa n'abakuru b'ikoraniro, bakabagisha inama kuri icyo kibazo.

3Nuko Kiliziya ya Antiyokiya ibafasha ku byo bakeneye mu rugendo, banyura muri Fenisiya na Samariya babatekerereza iby'uguhinduka kw'abanyamahanga, maze iyo nkuru itera abavandimwe bose ibyishimo byinshi.

4Bageze i Yeruzalemu, Kiliziya y'aho irabakira hamwe n'Intumwa n'abakuru b'ikoraniro, hanyuma babatekerereza ibyo Imana yakoranye na bo byose.

5Ariko bamwe mu bemeye bo mu gatsiko k'Abafarizayi batera hejuru bati «Ni ngombwa ko abo banyamahanga bagenywa, kandi bagategekwa kubahiriza Amategeko ya Musa.»

### Ikibazo gikemurirwa i Yeruzalemu

6Intumwa n'abakuru b'ikoraniro bateranira hamwe, kugira ngo basuzume icyo kibazo.

7Bamaze kujya impaka z'urudaca, Petero ni ko guhaguruka, arababwira ati «Bavandimwe, muzi ko kuva mu ntangiriro Imana yantoranyije muri mwe, kugira ngo namamaze Inkuru Nziza mu banyamahanga, maze na bo baremera.

8Ndetse n'Imana imenya imitima yabitangiye icyemezo, igihe ibahaye Roho Mutagatifu kimwe natwe.

9Ntiyabatandukanyije natwe, imitima yabo yayisukurishije ukwemera.

10None rero, ni kuki mushaka kugerageza Imana, mukorera abo bigishwa umutwaro abasekuruza bacu ndetse natwe ubwacu tutabashije kwikorera?

11Byongeye kandi, twemera ko twakijijwe n'ingabire ya Nyagasani Yezu kimwe na

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bo!»

12Nuko ikoraniro ryose riratuza, maze batega amatwi Pawulo na Barinaba babatekererezaga ibimenyetso byose n'ibitangaza Imana yabakoresheje mu banyamahanga.

13Barangije kuvuga, Yakobo afata ijambo agira ati «Bavandimwe, nimunyumve.

14Simewoni amaze kutwibutsa ukuntu kuva mu ntangiriro Imana yagendereye abanyamahanga, ikabatoranyamo umuryango uzubahiriza izina ryayo.

15Ibyo bikaba bihuje n'ibyavuzwe n'Abahanuzi, nk'uko byanditswe ngo

16*'Nyuma y'ibyo nzagaruka, nongere nubake inzu ya Dawudi yasenyutse. Ahasenyutse nzahubaka bundi bushya, maze nyihagarike,*

17*kugira ngo abarokotse bazashakashake Nyagasani, kimwe n'amahanga yose izina ryanjye ryambarizwamo.Uwo ni Nyagasani ubivuze, we urangiza imigambi ye*

18*isanzwe izwi kuva kera kose.'*

19Ni cyo gituma mbona ko badakwiye gutera imitima ihagaze abo mu mahanga bagarukira Imana.

20Ahubwo tubandikire gusa ngo birinde guhumanywa n'ibigirwamana n'ubukozi bw'ibibi, birinde kandi kurya inyamaswa zanizwe, n'amaraso.

21Naho Musa, kuva kera umugi wose awufitemo abigisha ibye, kuko kuri buri sabato babisomera mu masengero.»

### Umwanzuro rusange n'urwandiko rwohererejwe abanyamahanga

22Ubwo byose bamaze kubyumvikanaho, Intumwa n'abakuru b'ikoraniro biyemeza kwitoramo bamwe muri bo, ngo babatume i Antiyokiya kumwe na Pawulo na Barinaba. Nuko hatorwa Yuda witwa Barisaba na Silasi, abantu b'imena mu bavandimwe.

23Urwo rwandiko babahaye rwagiraga ruti «Twebwe Intumwa, abakuru b'ikoraniro n'abavandimwe, turabaramutsa, bavandimwe bacu b'abanyamahanga bari Antiyokiya, muri Siriya no muri Silisiya.

24Twumvise ko bamwe muri twe bababwiye amagambo yo kubakangaranya no kubakura umutima, kandi tutigeze tubatuma.

25None twahuje umugambi wo gutoranya abantu ngo tubabatumeho, bazanye na Pawulo na Barinaba, incuti zacu dukunda,

26kuko bahaze amagara yabo kubera izina ry'Umwami wacu Yezu Kristu.

27Tubatumyeho rero Yuda na Silasi, kugira ngo na bo ubwabo babasobanurire ibyo tubandikiye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

28 Byanogeye rero Roho Mutagatifu kimwe natwe kutagira undi mutwaro tubagerekaho utari aya mabwiriza ya ngombwa:

29 mwirinde kurya inyama zatambiwe ibigirwamana, n'amaraso, n'inyama z'inyamaswa zanizwe, mwirinde n'ubukozi bw'ibibi. Nimureka gukora ibyo, muzaba mugenjeje neza. Nimugire amahoro!»

30 Nuko abari batumwe bamanuka berekeza i Antiyokiya; bahageze bakoranyiriza hamwe ikoraniro ry'aho, babashyikiriza urwandiko.

31 Ngo bamare kurusoma, abantu bose bashimishwa n'ubwo butumwa bwo kubakomeza.

32 Yuda na Silasi, dore ko na bo bari abahanuzi, bababwira mu magambo arambuye yo kubahugura no kubakomeza.

33 Bamarana na bo iminsi, hanyuma abavandimwe bamaze kubifuriza amahoro, barabasezerera basubira ku babatumye. (

34 Icyakora Silasi we yiyemeza kuguma aho, Yuda aba ari we usubirayo
wenyine.) 35 Naho Pawulo na Barinaba baguma i Antiyokiya, bigisha kandi bamamaza
Inkuru Nziza y'ijambo rya Nyagasani bifatanyije n'abandi benshi.

### Pawulo asubira mu butumwa hamwe na Silasi

36 Hashize iminsi, Pawulo abwira Barinaba ati «Reka duhindukire, dusure abavandimwe bo mu migi twamamajemo ijambo rya Nyagasani, turebe uko bameze.»

37 Nuko Barinaba ashaka kujyana na Yohani bitaga Mariko.

38 Nyamara Pawulo we ntiyishimira kujyana n'umuntu wigeze kubatererana ubwo bari i Pamfiliya, ntabafashe umurimo.

39 Impaka ziba urudaca kugeza aho batandukana, Barinaba ajyana na Mariko bafata ubwato berekeza i Shipure,

40 naho Pawulo ahitamo kujyana na Silasi. Abavandimwe bamaze kumusabira no kumuragiza Nyagasani, arahaguruka aragenda.

### Pawulo na Silasi bafatanya na Timote

41 Pawulo yambukiranya Siriya na Silisiya, akomeza za Kiliziya.

## Ibyakozwe 16

1 Hanyuma aza kugera atyo i Deribe n'i Lisitiri. Aho hakaba umwigishwa witwa Timote, umuhungu w'Umuyahudikazi wemeye, naho se akaba Umugereki.

2 Yashimwaga cyane n'abavandimwe b'aho i Lisitiri kimwe n'Ikoniyo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Pawulo yifuza kujyana na we, ni ko kumugenya kubera Abayahudi bari muri ako karere, kandi bose bazi ko se ari Umugereki.

4Mu migi yose banyuragamo, Pawulo na Silasi babagezagaho ibyemezo byafashwe n'Intumwa hamwe n'abakuru b'ikoraniro b'i Yeruzalemu, bakabasaba kubukurikiza.

5Bityo Kiliziya zirushaho gukomera mu kwemera, kandi zikiyongera buri munsi.

### Pawulo ahamagarwa i Masedoniya

6Pawulo na Silasi bambukiranya Furujiya n'akarere kose k'Ubugalati, kuko Roho Mutagatifu yari yababujije kwamamaza ijambo ry'Imana muri Aziya.

7Ngo bagere ku mbibi za Misiya, bagerageza kujya muri Bitiniya, ariko Roho wa Yezu arababuza.

8Nuko bambukiranya Misiya, baramanuka bajya i Torowadi.

9Ijoro rimwe, Pawulo arabonekerwa; abona umuntu wo muri Masedoniya amuhagaze imbere amwinginga, ati «Ambukira muri Masedoniya, uze udutabare!»

10Pawulo akimara kubonekerwa, dutangira gushaka uko twajya muri Masedoniya, kuko twari tumenye neza ko Imana iduhamagariye kuhamamaza Inkuru Nziza.

### Lidiya w'i Filipi abatizwa

11Nuko dufatira ubwato i Torowadi, twambuka tugana kuri Samotirasi, bukeye turakomeza n'i Neyapoli.

12Tuhavuye tujya i Filipi, ari wo mugi mukuru wa Masedoniya, wari utuwe n'Abanyaroma benshi. Muri uwo mugi rero tuhamara iminsi.

13Ku munsi w'isabato, dusohoka mu mugi tugana iruhande rw'umugezi, ahantu twibwiraga ko bagomba kuba bahasengera. Nuko turicara, dutangira kuganira n'abagore bari bahakoraniye.

14Umwe muri bo witwaga Lidiya, ukomoka mu mugi wa Tiyatira, akaba n'umucuruzikazi w'imyenda y'imihemba, yari asanzwe asenga Imana. Nuko atega amatwi kuko Nyagasani yari yamuhaye umutima wo kwita ku byo Pawulo yavugaga.

15Ngo amare kubatizwa kimwe n'abo mu rugo rwe bose, aratwinginga ati «Niba mubona koko ko nemera Nyagasani, nimuze mucumbike iwanjye.» Ni ko kuduhatira kubyemera.

### Pawulo na Silasi bafungwa, bakarekurwa

16Umunsi umwe, ubwo twajyaga ahantu basengeraga, duhura n'umukobwa w'umuja wahanzweho na roho mbi yamuteraga kuvuga ibizaba; ibyo bigatuma aronkera ba shebuja inyungu nyinshi.

17Akomeza kudukurikirana twe na Pawulo, asakuza ati «Aba bantu ni abagaragu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

b'Imana Isumbabyose; barabamenyesha inzira y'umukiro.»

18Amara iminsi myinshi abigenza atyo. Pawulo rero bimaze kumurambira, arahindukira abwira iyo roho mbi, ati «Mu izina rya Nyagasani Yezu Kristu, ndagutegetse ngo: sohoka muri uwo mukobwa!» Ako kanya imuvamo.

19Ba shebuja babonye ko nta nyungu bakimutezeho, bafata Pawulo na Silasi, barabakurubana no ku kibuga cy'umugi, babashyira abategetsi.

20Nuko babashyikiriza abacamanza bakuru, barababwira bati «Aba bantu baratera imvururu mu mugi wacu. Ni Abayahudi

21kandi baramamaza imigenzo tudashobora kwemera no gukurikiza kuko turi Abanyaroma.»

22Ubwo rubanda na bo barabahagurukira. Nuko abacamanza babashishimurira imyambaro, bategeka ko babakubita ibiboko.

23Bamaze kubarema inguma, babajugunya mu buroko, bategeka umurinzi kubarinda abyitayeho.

24Umurinzi ngo abone ko ahawe itegeko rikomeye, abashyira mu nzu yo hirya cyane, amaguru yabo ayaboheye ku biti.

25Ahagana mu gicuku, Pawulo na Silasi barasenga, baririmba ibisingizo by'Imana, izindi mfungwa zibateze amatwi.

26Nuko ako kanya haba umutingito ukomeye w'isi, imfatizo z'uburoko ziranyeganyega, imiryango yose ihita yikingura, iminyururu yari iboshye imfungwa zose iracikagurika.

27Umurinzi w'uburoko akangutse, abona imiryango yose ikinguye. Yibwira ko imfungwa zacitse, ni ko gukura inkota ashaka kwiyica.

28Ariko Pawulo atera hejuru cyane, aramubwira ati «Uramenye ntiwigirire nabi, twese turi hano.»

29Nuko uwo murinzi asaba urumuri, yinjira ahinda umushyitsi, maze yikubita imbere ya Pawulo na Silasi.

30Hanyuma arabasohokana no hanze, arababaza ati «Bategetsi banjye, ngomba gukora iki kugira ngo nkire?»

31Baramusubiza bati «Wemere Nyagasani Yezu, uzakira, wowe n'urugo rwawe.»

32Nuko bamubwira ijambo rya Nyagasani, we n'abo mu rugo rwe bose.

33Ako kanya muri iryo joro, arabajyana yuhagira inguma zabo, ahera ko abatizwa hamwe n'urugo rwe rwose.

34Hanyuma ajyana Pawulo na Silasi iwe arabazimanira, yishimana n'abo mu rugo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

rwe bose, kubera ko yemeye Imana.

35Bumaze gucya, abacamanza bakuru batuma abantu kubwira uwo murinzi w'uburoko bati «Rekura abo bantu!»

36Umurinzi w'uburoko na we amenyesha Pawulo iyo nkuru ati «Abacamanza bantumyeho ngo mbarekure, none rero nimusohoke mwigendere amahoro!»

37Ariko Pawulo arasubiza ati «Badukubitiye mu ruhame nta rubanza rwadutsinze, ndetse batujugunya mu buroko kandi dufite ubwenegihugu bw'Abanyaroma. None baragira ngo baturekure rwihishwa? Ibyo ni ibidashoboka! Ahubwo nibiyizire ubwabo, baturekure!»

38Abo bantu batumwe bajya kubwira abacamanza bakuru ayo magambo. Ngo bumve ko Pawulo na Silasi bafite ubwenegihugu bw'Abanyaroma bibatera ubwoba.

39Baraza babitwaraho, hanyuma barabarekura, babinginga ngo babavire mu mugi.

40Pawulo na Silasi bamaze kuva mu buroko bajya kwa Lidiya, babonana n'abavandimwe. Bamaze kubakomeza umutima, baragenda.

## Ibyakozwe 17

### Imidugararo i Tesaloniki

1Banyura Amfipoli n'i Apoloniya, bagera i Tesaloniki, aho hakaba isengero ry'Abayahudi.

2Pawulo rero yinjira mu isengero nk'uko yari abimenyereye, yikurikiranya amasabato atatu yose ajya impaka na bo, ahereye ku Byanditswe.

3Yasobanuraga kandi akerekana ko Kristu yagombaga kubabara, akazuka mu bapfuye. Yungamo ndetse ati «Kristu ni uwo Yezu ndiho mbamenyesha.»

4Bamwe mu Bayahudi baremera, bifatanya na Pawulo na Silasi kimwe n'Abagereki benshi bubahaga Imana, ndetse n'abagore b'abanyacyubahiro batari bake.

5Nyamara Abayahudi bararakara, bakorakoranya abantu b'ibirara bararuje mu mayira, biremamo inteko maze bateza imidugararo mu mugi. Nuko biroha ku nzu ya Yasoni bashaka Pawulo na Silasi ngo babazane imbere y'ikoraniro rya rubanda.

6Bababuze, bakurubana Yasoni n'abandi bavandimwe, babashyira abatware b'umugi, basakuza bati «Abo bantu bateye isi yose hejuru, none bageze hano Yasoni arabakira.

7Abo bose barakora ibinyuranyije n'amategeko ya Kayizari, bavuga ko hari undi mwami witwa Yezu.»

8Urwo rusaku rutera impagarara muri rubanda no mu batware b'umugi,

9bategeka Yasoni na bagenzi be gutanga ingurano, hanyuma barabarekura.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Pawulo na Silasi bakirwa i Beroya

10Nuko nijoro abavandimwe bacikisha Pawulo na Silasi, babohereza i Beroya. Ngo bagereyo, binjira mu isengero ry'Abayahudi.

11Abantu b'aho barushaga ubupfura ab'i Tesaloniki, bakirana umutima mwiza ijambo ry'Imana, buri munsi bagasesengura Ibyandi tswe, kugira ngo barebe niba ibyo Pawulo avuga ari ko biri.

12Benshi muri bo baremera, kimwe n'Abagerekikazi b'abanyacyubahiro, n'abagabo batari bake.

13Ariko Abayahudi b'i Tesaloniki ngo bamenye ko Pawulo yamamaza ijambo ry'Imana i Beroya, bahita bajyayo, bateza impagarara n'imidugararo ro muri rubanda.

14Uwo mwanya, abavandimwe bohereza Pawulo ku nyanja, naho Silasi na Timote baguma aho ngaho.

15Abari baherekeje Pawulo barakomeza bamugeza Atene, hanyuma bahindukirana ubutumwa bugenewe Silasi na Timote, bubategeka ko bazamugeraho bidatinze.

### Pawulo n'abahanga ba Atene

16Igihe Pawulo akibategerereje Atene, ashengurwa cyane no kubona uwo mugi ugwiriyemo ibigirwamana.

17Buri munsi yajyaga mu isengero, akajya impaka n'Abayahudi n'abandi bubaha Imana, ndetse no ku karubanda akajya impaka n'abahazaga.

18Hari ndetse n'abahanga bamwe bakurikizaga inyigisho za Epikuri n'iz'Abanyastowa , nuko batangira kujya impaka na we. Bamwe bakabaza bati «Mbese iyo ndondogozi irashaka kuvuga iki?» Abandi bakavuga bati «Agomba kuba ari umwigisha w'imana z'inyamahanga», kuko bumvaga Pawulo yamamaza ibyerekeye Yezu n'izuka.

19Nuko baramufata, bamujyana mu rukiko rwabo rwitwa Areyopago, bavuga bati «Dushobora se kumenya iby'izo nyigisho nshya wamamaza?

20Kuko ibyo utubwira turumva ari ibyaduka, none turifuza kumenya icyo bivuga.»

21Koko rero, Abanyatene bose n'abanyamahanga bahatuye, nta kindi bakoraga uretse kumva no kubara inkuru z'inzaduka.

22Pawulo ahagarara rwagati mu rukiko, araterura ati «Yemwe bantu ba Atene, ndabona ko mushishikarira iyobokamana ku buryo bukataje!

23Koko rero, ubwo nagendagendaga mu mihanda y'umugi wanyu, nagiye mbona amashusho y'Imana zanyu, ndetse ndabukwa n'urutambiro rwanditsweho ngo 'Urw'imana itaramenyekana.' None rero, iyo Mana musenga mutayizi, ni yo nje


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kubamenyesha.

24Imana yaremye isi n'ibiyirimo byose, yo Mugenga w'ijuru n'isi, ntitura mu ngoro zubatswe n'ibiganza by'abantu,

25ntikorerwa n'ibiganza by'abantu nk'aho hari icyo ikennye, ahubwo ni yo iha bose ubugingo, ikabaha umwuka n'ibindi bakeneye byose.

26Yaremye amoko yose y'abantu ikurije ku muntu umwe, iyatuza ku bwisanzure bwose bw'isi; yayashyiriyeho ibihe uko bisimburana, ibakebera imbibi z'aho bagomba gutura.

27Ibyo Imana yabigiriye kugira ngo wenda nibayishakashaka babashe kuyishyikira, kuko mu by'ukuri itari kure ya buri muntu muri twe.

28Ni yo dukesha ubugingo, ubwinyagambure n'ukubaho uko ari ko kose, nk'uko bamwe mu basizi banyu bigeze kubivuga bati 'Koko turi inkomoko yayo.'

29Ubwo rero dukomoka ku Mana, ntitugomba gutekereza ko kamere y'Imana imeze nka bya bishushanyo bibajwe muri zahabu, muri feza, cyangwa se mu ibuye, bikomoka ku bukorikori n'ubugenge bya muntu.

30Imana rero yirengagije ibyo bihe by'ubujiji, none irahamagara abantu bose iyo bava bakagera ngo bisubireho,

31kuko yashyizeho umunsi igomba gucira isi urubanza rutabera, ikoresheje umuntu yabigeneye, nk'uko yahaye bose icyemezo, umunsi imuzura mu bapfuye.»

32Pawulo ngo avuge iby'izuka ry'abapfuye, bamwe muri bo bamuha urw'amenyo, abandi baramubwira bati «Kuri iyo ngingo, tuzakumva ikindi gihe!»

33Nuko Pawulo abavamo atyo.

34Nyamara bamwe bifatanya na we baremera. Muri bo hakaba Diyoniziyo, umujyanama mu Rukiko, n'umugore witwa Damari, n'abandi.

## Ibyakozwe 18

### Inkuru Nziza yamamazwa i Korinti

1Nyuma y'ibyo, Pawulo ava Atene ajya i Korinti.

2Ahasanga Umuyahudi witwa Akwila ukomoka i Ponto, wari uherutse kuva mu Butaliyani n'umugore we Purisila, kuko umwami w'i Roma, Kalawudiyo, yari yategetse Abayahudi bose kuhava. Pawulo amenyana na bo,

3kandi kubera ko yari ahuje umwuga na bo, — bari ababoshyi b'amahema —, aguma iwabo bagakorana uwo mwuga.

4Buri munsi w'isabato yafataga ijambo mu isengero, akagerageza kwemeza Abayahudi n'Abagereki.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Nuko Silasi na Timote bamaze kuhagera baturutse i Masedoniya, Pawulo yiyegurira wese ijambo ry'Imana, yemeza Abayahudi ko Yezu ari we Mukiza.

6Nyamara bo bakamurwanya kandi bakamutuka, ni ko gukunguta imyambaro ye, ababwira ati «Amaraso yanyu azabahame! Jye ndi umwere, ndetse no kuva ubu nigiriye mu banyamahanga.»

7Avuye aho ngaho, ajya ku witwa Tito Yusito, umuntu wubahaga Imana, akaba yari atuye iruhande rw'isengero.

8Kirisipo, umutware w'isengero, yemera Nyagasani n'urugo rwe rwose, ndetse n'Abanyakorinti benshi bumvise amagambo ya Pawulo baremera, barabatizwa.

9Nuko ijoro rimwe, Nyagasani abonekera Pawulo aramubwira ati «Witinya, ahubwo komeza uvuge, ntuceceke!

10Ndi kumwe nawe kandi nta n'umwe uzahangara kukugirira nabi, kuko abantu benshi muri uyu mugi ari abanjye.»

11Pawulo amarana na bo umwaka umwe n'amezi atandatu, abigisha ijambo ry'Imana.

### Pawulo ashyikirizwa Galiyo

12Mu gihe Galiyo yatwaraga Akaya, Abayahudi bahuza umugambi wo gufata Pawulo, bamujyana mu rukiko,

13bamurega bagira bati «Uyu muntu yoshya abantu gusenga Imana ku buryo bunyuranyije n'Amategeko.»

14Pawulo ngo ajye kugira icyo avuga, Galiyo abwira Abayahudi ati «Bayahudi, iyo bujya kuba ubugome cyangwa ubugizi bwa nabi murega uyu muntu, najyaga kubumva;

15ariko ubwo ari impaka zerekeye ku nyigisho, ku mazina no ku mategeko yanyu bwite, nimubyirangirize ubwanyu. Jye sinshaka kuba umucamanza w'ibyo!»

16Nuko abirukana mu rukiko.

17Ubwo bahera ko basumira Sositeni, umutware w'isengero, bamukubitira imbere y'urukiko; ariko Galiyo ntiyabyitaho na busa.

### Pawulo agaruka Antiyokiya, agasubira mu butumwa

18Pawulo yongera kumara igihe kirekire i Korinti, hanyuma asezera ku bavandimwe, afata ubwato ajya muri Siriya ari kumwe na Purisila na Akwila. Ageze i Kenkireya, ariyogoshesha kubera umuhigo yari yarahize.

19Bageze Efezi, Pawulo asiga bagenzi be aho ngaho, yinjira mu isengero atangira kwigisha Abayahudi.

20Bamusaba kuhamara igihe kirekire ariko arabyanga;


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

21ahubwo abasezeraho ababwira ati «Niba Imana ibishatse, nzagaruka iwanyu.» Afata ubwato ava Efezi,

22yomokera i Kayizareya ajya gusura Kiliziya y'aho, hanyuma amanuka ajya Antiyokiya,

23ahamara igihe kirekire. Ahavuye arakomeza azenguruka akarere k'Ubugalati na Furujiya, ashishikaza abigishwa bose.

### Apolo yigisha i Efezi n'i Korinti

24Nuko Umuyahudi witwaga Apolo, kavukire ka Alegisandiriya, agera i Efezi. Akaba umuntu w'umuhanga mu Byanditswe.

25Yari yarigishijwe inzira ya Nyagasani, akagira n'umwete mu kuvuga ibyerekeye Yezu, kandi akabyigisha uko biri, n'ubwo yari azi gusa batisimu ya Yohani.

26Ubwo atangira kuvugira mu isengero ashize amanga, Purisila na Akwila ngo bamwumve bamujyana iwabo, bamusobanurira kurushaho inzira y'Imana.

27Hanyuma Apolo ashatse kujya muri Akaya, abavandimwe bamutera inkunga kandi bandikira abigishwa b'aho ngo bamwakire neza. Agezeyo, agirira akamaro abemeye babikesha ubuntu bw'Imana,

28kuko yatsindaga impaka Abayahudi ku mugaragaro, abereka mu Byanditswe ko Yezu ari we Kristu.

## Ibyakozwe 19

### Pawulo i Efezi

1Igihe Apolo yari i Korinti, Pawulo na we agera i Efezi, aturutse mu bihugu by'amajyaruguru. Ahasanga abigishwa bamwe,

2ni ko kubabaza ati «Mbese igihe mwemeye, mwaba mwarahawe Roho Mutagatifu?» Baramusubiza bati «Haba ngo twigeze no kumva ko Roho Mutagatifu abaho!»

3Pawulo ni ko kubabaza ati «None se mwahawe iyihe batisimu?» Baramusubiza bati «Batisimu ya Yohani.»

4Nuko Pawulo aravuga ati «Yohani yatangaga batisimu yo kwisubiraho, agasaba rubanda kwemera Uwari ugiye kuza nyuma ye, ari we Yezu.»

5Bamaze kubyumva, babatizwa mu izina rya Nyagasani Yezu.

6Nuko Pawulo abaramburiraho ibiganza, maze Roho Mutagatifu abamanukiraho; bavuga mu ndimi kandi barahanura.

7Bose hamwe bari bageze nko ku bantu cumi na babiri.

### Pawulo yigisha Abanyefezi


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8Mu mezi atatu yose, Pawulo yajyaga mu isengero akavuga ashize amanga, akagerageza kwemeza abamwumvaga ibyerekeye Ingoma y'Imana.

9Ariko bamwe bakomeje kunangira umutima banga kwemera, bagatuka inzira ya Nyagasani mu ruhame. Pawulo ni ko gutandukana na bo, ajyana n'abigishwa akabigishiriza buri munsi mu ishuri ry'umuntu witwa Tirano.

10Amara imyaka ibiri abigenza atyo, kugeza ubwo abaturage bose ba Aziya, Abayahudi kimwe n'Abagereki, bumva ijambo rya Nyagasani.

### Ingorane ziturutse ku bahungu barindwi ba Seba

11Imana yakoreshaga Pawulo ibitangaza bidasanzwe,

12kugeza ubwo bafataga ibitambaro cyangwa imyenda yakoze ku mubiri we, bakabikoza ku barwayi bagakira indwara zabo, na za roho mbi zikabavamo.

13Hari Abayahudi bamwe bazereraga ibihugu birukana roho mbi mu bantu, na bo bagerageza kuzirukana bitwaje izina rya Nyagasani Yezu, bavuga bati «Ndabirukanye mu izina rya Yezu uwo Pawulo yamamaza.»

14Abakoraga ibyo, ni abahungu barindwi b'Umuyahudi witwaga Seba, akaba n'umuherezabitambo mukuru.

15Nyamara roho mbi irabasubiza iti «Yezu ndamuzi, na Pawulo nkamumenya, ariko se mwe muri bande?»

16Nuko uwo muntu wari wahanzweho na roho mbi arabasimbukira, abarusha amaboko bose maze abagirira nabi, kugeza ubwo baturumbuka mu nzu bagahunga bambaye ubusa kandi ari inkomere.

17Abaturage bose b'i Efezi, Abayahudi kimwe n'Abagereki, ngo babimenye bashya ubwoba, basingiza izina rya Nyagasani Yezu.

18Abenshi mu bari baremeye baraza, bakiregera mu ruhame ibikorwa bibi bakoze.

19Abakoraga iby'ubupfumu, na bo batari bake, bakoranya ibitabo byabo babitwikira mu ruhame. Ngo babarure agaciro k'ikiguzi cyabyo, basanga bihwanye n'ibiceri bya feza ibihumbi mirongo itanu.

20Bityo ku bw'imbaraga za Nyagasani, ijambo ry'Imana rikomeza kwamamara no gushinga imizi ihamye.

### Impagarara i Efezi, ukugenda kwa Pawulo

21Nyuma y'ibyo, Pawulo abwirijwe na Roho Mutagatifu, yiyemeza kujya i Yeruzalemu anyuze muri Masedoniya no muri Akaya. Yaravugaga ati «Nimara kugerayo, bizaba ngombwa no kujya i Roma.»

22Nuko atuma babiri mu bafasha be i Masedoniya, Timote na Erasito, naho we asigara

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

igihe gito muri Aziya.

23Icyo gihe ni bwo habyutse impagarara zikomeye mu mugi, zerekeye inzira ya Nyagasani.

24Hakaba rero umucuzi witwaga Demetiriyo, wacuraga mu muringa udushushanyo tw'ingoro z'ikigirwamana cyitwa Aritemisi, bikaba byaramuzaniraga we n'abo bakoranaga inyungu zitangaje.

25Nuko akoranya abo bakoranaga n'abandi banyamyuga bari begeranye, arababwira ati «Ncuti zanjye, muzi ko umunezero wacu tuwukesha uyu murimo.

26None rero, nk'uko mubyirebera kandi mukabyiyumvira, Pawulo uwo aroshya rubanda rwose, atari Efezi honyine, ahubwo no muri Aziya yose, ababwira ko imana dukora atari zo.

27Si ugutinya gusa ko umwuga wahinyuka, ahubwo n'ingoro y'imanakazi nkuru Aritemisi ishobora guta agaciro, igasuzugurika kandi ari yo isengwa n'Abanyaziya, ndetse n'abantu b'isi yose.»

28Abantu ngo babyumve bararakara cyane, ni ko gutera hejuru bati «Aritemisi y'Abanyefezi ni igihangange!»

29Nuko umugi wose uravurungana, icyo kivunge cy'abantu kiroha mu kibuga cy'amakoraniro, basumira abantu babiri bo muri Masedoniya, Gayo na Arisitariko, bagendanaga na Pawulo.

30Pawulo yari yiyemeje gusanganira icyo kivunge cy'abantu, ariko abigishwa ntibamukundira.

31Ndetse na bamwe mu bategetsi ba Aziya bari incuti ze bamutumaho, bamwinginga bamusaba kutigaragaza mu kibuga.

32Ikoraniro ryose riravurungana, bagasakuza bose, umwe avuga ibye undi ibye, ndetse abenshi muri bo ntibari bazi n'impamvu yabakoranyije.

33Abantu batekerereza byose uwitwa Alegisanderi, ari we Abayahudi bari bashyize imbere. Nuko ashyira ukuboko ejuru ngo baceceke, ashaka kugira icyo abwira rubanda.

34Ariko ngo bamenye ko ari Umuyahudi, basakuriza icyarimwe bimara amasaha abiri, bavuga bati «Aritemisi y'Abanyefezi ni igihangange!»

35Umunyamabanga w'umugi amaze kubacecekesha, abwira rubanda ati «Banyefezi, ni nde utazi ko umurwa wacu wa Efezi ari umugi weguriwe Aritemisi w'igihangange, ukarinda n'ishusho rye ryamanutse mu ijuru?

36Ubwo rero nta we ubihakana, mugomba gutuza mukareka guhubuka.

37Byongeye, mwazanye hano abantu batigeze basuzugura cyangwa ngo batuke

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

imanakazi yacu!

38Niba rero Demetiriyo na bagenzi be bafite uwo bagira icyo barega, inkiko ziriho n'abacamanza barahari; aho ni ho bagomba kuburanira.

39Niba kandi hari ikindi mushaka kubaza, kizakiranurwa n'ikoraniro ryemewe n'amategeko.

40Ndetse n'iri teraniro rishobora kutuviramo kuregwa ubugome, kuko ari nta ngingo twakwifashisha kugira ngo dusobanure impamvu zaryo.» Amaze kuvuga ayo magambo, asezerera rubanda.

## Ibyakozwe 20

### Pawulo asubira muri Masedoniya no mu Bugereki

1Izo mpagarara zimaze guhosha, Pawulo akoranya abigishwa, abarema agatima, abasezeraho yerekeza muri Masedoniya.

2Amaze kwambukiranya iyo ntara yose, kandi ari na ko agenda abwira abavandimwe amagambo arambuye yo kubakomeza, aza kugera mu Bugereki,

3ahamara amezi atatu. Nyamara ashaka gufata ubwato ngo ajye muri Siriya, amenya ko Abayahudi bamugambaniye; ni bwo yiyemeje kongera kunyura muri Masedoniya.

4Muri urwo rugendo yari aherekejwe na Sopateri, mwene Piro w'i Beroya, Arisitariko na Sekundi b'i Tesaloniki, Gayo w'i Deribe na Timote, hamwe na Tushiko na Tirofimo bo muri Aziya.

5Abo batubanje imbere, badutegerereza i Torowadi.

6Naho twebwe, iminsi y'imigati idasembuye irangiye, dufatira ubwato i Filipi, tubasanga i Torowadi nyuma y'iminsi itanu, tuhamara icyumweru cyose.

### Pawulo asezera ku bavandimwe b'i Torowadi

7Ku wa mbere w'icyumweru, ubwo twari duteraniye hamwe ngo tumanyure umugati, Pawulo wari uraye ari bugende aganira n'abavandimwe kugeza mu gicuku.

8Mu cyumba cyo mu nzu yo hejuru aho twari duteraniye, hakaga amatara menshi.

9Nuko umusore witwa Ewutiko akaba yicaye mu idirishya igihe Pawulo yigishaga. Inyigisho irambiranye, aza gutwarwa n'ibitotsi byinshi; ni ko guhanuka mu igorofa ya gatatu, yitura hasi, bahaterura uwapfuye.

10Nuko Pawulo amanuka bwangu, amwubarara hejuru maze aramuhobera, avuga ati «Mwikuka umutima, ni mutaraga!»

11Aho azamukiye, Pawulo afata umugati, arawumanyura; hanyuma akomeza ikiganiro kugeza mu gitondo, abona kugenda.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[12]Naho wa musore bamuzana ari mutaraga, maze ibyishimo biba byose.

### Pawulo ava i Torowadi akajya i Mileto

[13]Twe rero tujya mu bwato tugenda mbere twerekeje ahitwa Aso, aho twagombaga kwakirira Pawulo, kuko we yari yagennye kujyayo anyuze inzira y'ubutaka.

[14]Nuko adusanga Aso tumushyira mu bwato, turambuka tujya i Mitilena.

[15]Bukeye, tujya mu bwato tugera ahateganye n'ikirwa cyitwa Kiyo. Ku wundi munsi twambuka tugana i Samosi, ku munsi ukurikiyeho tugera i Mileto.

[16]Pawulo yari yagennye kutanyura Efezi kugira ngo adatinda muri Aziya, kuko yihutiraga kuba ari i Yeruzalemu, nibura bishobotse ku munsi mukuru wa Pentekositi.

### Pawulo n'abakuru ba Kiliziya yo muri Efezi

[17]Pawulo ari i Mileto, ahamagaza abakuru ba Kiliziya ya Efezi.

[18]Bamugezeho, arababwira ati «Muzi uko nabanye namwe kuva aho ngereye muri Aziya.

[19]Nakoreye Nyagasani, niyoroheje ku buryo bwose, mu marira no mu magorwa naterwaga n'ubugambanyi bw'Abayahudi.

[20]Nta cyo nabakinze mu byo nashoboraga kubabwira cyabagirira akamaro; byose narabitangaje, mbibigishiriza mu ruhame kimwe no mu ngo.

[21]Nashishikarizaga Abayahudi kimwe n'Abagereki kugarukira Imana no kwemera Umwami wacu Yezu.

[22]None dore ngiye i Yeruzalemu mbibwirijwe na RohoMutagatifu; ibizambaho ngezeyo simbizi.

[23]Icyakora, muri buri mugi, Roho Mutagatifu anyemeza ko ingoyi n'amakuba bihantegerereje.

[24]Nyamara ku bwanjye, ndahamya ko amagara yanjye bwite nta cyo amariye; icya ngombwa ni ukurangiza isiganwa ryanjye n'umurimo Nyagasani Yezu yanshinze wo guhamya Inkuru Nziza y'ineza Imana ibagirira.

[25]Nzi neza ko kuva ubu mutazongera kumbona ukundi, mwebwe mwese abo nanyuzemo namamaza Ingoma y'Imana.

[26]Ni cyo gitumye rero, uyu munsi nshobora kwemeza mu maso yanyu ko ndi umwere w'amaraso yanyu mwese,

[27]kuko nabamenyesheje umugambi wose w'Imana, nta cyo mbakinze.

[28]Murimenye rero ubwanyu, mumenye n'ubushyo mwaragijwe na Roho Mutagatifu,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mube abashumba ba Kiliziya y'Imana, Yezu yacunguje amaraso ye bwite.

29Nzi neza ko nimara kugenda, muzinjirwamo n'ibirura by'ibihubuzi bitazababarira n'ubushyo.

30Ndetse no muri mwe hazaduka abantu bavuga amagambo y'ibinyoma, azatuma bigarurira abigishwa.

31Murabe maso rero, mwibuka ko mu myaka itatu yose, ijoro n'amanywa ndetse no mu marira, ntatuje kuburira buri muntu muri mwe.

32Ubu rero mbaragijе Nyagasani kugira ngo ababababarire, maze abakomereshe ijambo rye, kandi ku bwa ryo abahe umurage hamwe n'abatagatifujwe bose.

33Nta kintu cy'umuntu uwo ari we wese nararikiye, cyaba feza, cyaba zahabu, cyangwa umwambaro.

34Namwe ubwanyu murabizi: ibi biganza byanjye mureba ni byo nkesha ibyo nabaga nkeneye byose, kimwe na bagenzi banjye.

35Naberetse buri munsi ko ari ngombwa kuvunika dutyo, kugira ngo tugoboke abatishoboye, twibuka n'amagambo Nyagasani Yezu yivugiye ubwe ati 'Utanga arahirwa kuruta uhabwa.'»

36Pawulo amaze kuvuga ibyo, arapfukama hamwe n'abo bari kumwe bose, maze arasenga.

37Nuko bose baraturika bararira, bamugwa mu ijosi, baramuhobera.

38Bari bababajwe cyane n'uko yari amaze kuvuga ko batazongera kumubona ukundi. Nuko baramuherekeza bamugeza ku bwato.

## Ibyakozwe 21

### Pawulo ajya i Yeruzalemu

1Tumaze kubiyaka, tujya mu bwato tuboneza tugana i Kosi; bukeye tugera i Rode, tuhava tujya i Patara.

2Tuhasanga ubwato bwajyaga muri Fenisiya, turabwurira buratujyana.

3Ngo tugere ahateganye n'ikirwa cya Shipure, ikirwa tugisiga ibumoso tugenda twerekeje muri Siriya maze twururukira i Tiri, kuko ari ho ubwato bwagombaga gusiga imitwaro.

4Tuhamara iminsi irindwi kuko twari tuhasanze abigishwa, maze bayobowe na Roho Mutagatifu, babwira Pawulo ngo yoye kujya i Yeruzalemu.

5Nyamara ya minsi ngo irangire, turahaguruka dukomeza urugendo, bose baraduherekeza hamwe n'abagore n'abana baturenza umugi. Nuko dupfukama aho ku nkombe y'inyanja turasenga;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6 hanyuma dusezeranaho, twe twurira ubwato naho bo basubira iwabo.

7 Ubwo twebwe turangiza urugendo rwacu rwo kuva i Tiri, twururukira i Putolemayida, turamutsa abavandimwe b’aho, dusibira iwabo umunsi umwe.

8 Bukeye, turagenda tugera i Kayizareya twinjira kwa Filipo, umwogezi w’Inkuru Nziza, wari umwe muri ba Barindwi, nuko ducumbika iwe.

9 Yari afite abakobwa bane b’abari, bahanuraga.

10 Mu minsi twahamaze, haza kuza umuhanuzi wo muri Yudeya, akitwa Agabo.

11 Ngo agere aho turi, afata umukandara wa Pawulo, awibohesha amaguru n’amaboko avuga ati «Roho Mutagatifu aravuze ngo ’Nyir’uy’umukandara, uku ni ko Abayahudi bazamubohera i Yeruzalemu, maze bamugabize abanyamahanga.’»

12 Tubyumvise, twe n’abavandimwe bo muri uwo mugi, twinginga Pawulo ngo yoye kujya i Yeruzalemu.

13 Nuko aradusubiza ati «Ikibateye kurira no kunshengura umutima ni iki? Jye siniteguye kubohwa byonyine, ahubwo niteguye no gupfira i Yeruzalemu, mporwa izina rya Nyagasani Yezu.»

14 Kuko tutari dushoboye kubimwemeza, ntitwahatiriza turavuga tuti «Icyo Nyagasani ashaka nigikorwe!»

15 Nyuma y’iyo minsi rero, tumaze kwegeranya ibintu byacu, turazamuka n’i Yeruzalemu.

16 Abigishwa b’i Kayizareya bari baduherekeje, batujyana gucumbika ku muntu witwa Munasoni ukomoka i Shipure, wari umwigishwa kuva kera.

### Pawulo ajya gusura Yakobo

17 Tugeze i Yeruzalemu, abavandimwe batwakirana ibyishimo.

18 Bukeye, Pawulo ajyana natwe kwa Yakobo, n’abakuru bose barahateranira.

19 Pawulo amaze kubaramutsa, abatekerereza ku buryo burambuye ibyo Imana yamukoresheje byose mu banyamahanga.

20 Abamwumvaga basingiza Imana, maze baramubwira bati «Muvandimwe, urabona ibihumbi by’Abayahudi bemeye uko bingana, nyamara dore bose barakiziritse ku Mategeko ya Musa.

21 Nuko rero, bumvise ko wigisha Abayahudi bose batuye mu mahanga kuzinukwa inyigisho ze, uvuga ngo ntibazongere ukundi kugenya abana babo no gukurikiza imigenzo yacu.

22 Byagenda bite rero? Byanze bikunze kandi, bazamenya ko wageze ino.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

23None rero, ukore ibyo tugiye kukubwira. Dufite abantu bane bahize umuhigo;

24bajyane ukore umuhango wo kwisukura hamwe na bo, kandi ubishyurire ibyo bari gutanga kugira ngo bogoshwe. Bityo abantu bose bazamenya ko ibyo bakumviseho bidafite ishingiro, ahubwo ko nawe ubwawe witondera Amategeko.

25Naho ku byerekeye abanyamahanga bemeye, twabandikiye tubabwira ibyemezo byacu: kwirinda inyama zatambiwe ibigirwamana, n'amaraso, n'inyama z'ibyanizwe, no kwirinda ubukozi bw'ibibi.»

26Bukeye bw'uwo munsi, Pawulo ajyana na ba bantu, atangira umuhango wo kwisukura hamwe na bo. Hanyuma ajya mu Ngoro y'Imana kugira ngo bemeranywe umunsi ituro rya buri wese rizaherezwaho, barangije kwisukura.

### Pawulo afatirwa mu Ngoro y'Imana

27Iminsi irindwi ijya kurangira, Abayahudi bo muri Aziya ngo babone Pawulo mu Ngoro, babyutsa imvururu muri rubanda rwose, maze baramufata.

28Barasakuzaga bavuga bati «Bayisraheli, nimudutabare! Dore uyu muntu agenda hose yigisha abantu bose, arwanya umuryango wacu kimwe n'Amategeko n'aha Hantu. Byongeye kandi, yinjije Abagereki mu Ngoro, ahumanya aha Hantu hatagatifu!»

29Koko rero, bavuze batyo kuko bari barabonye Tirofimo w'i Efezi ari kumwe na we mu mugi, bakeka ko Pawulo yamwinjije mu Ngoro.

30Umugi wose ni ko kuvurungana, maze rubanda rwose rurahurura, bafata Pawulo bamuvana mu Ngoro bamujyana hanze, bahita bakinga imiryango.

31Igihe bagishaka kumwica, iyo nkuru iba yageze ku mugaba w'ingabo, bamubwira bati «Yeruzalemu yose yavurunganye!»

32Aherako akoranya abasirikare n'abategeka babo, yihuta asanga icyo kivunge cy'abantu. Ngo babone uwo mugaba w'ingabo n'abasirikare, bareka gukubita Pawulo.

33Nuko umugaba w'ingabo aramwegera, aramufata, maze ategeka ko bamuboha n'iminyururu ibiri; hanyuma abaza uwo ari we n'icyo yakoze.

34Ariko rubanda bagasakuza, umwe avuga ibye undi ibye. Umugaba w'ingabo abonye ko nta cyo ashoboye kumenya kubera uwo muvurungano, ategeka abasirikare kumujyana mu kigo cyabo.

35Igihe bageze ku mabaraza, abasirikare bagombye guterura Pawulo babitewe n'ukuntu rubanda bari barakaye,

36kuko imbaga y'abantu uko yakabaye yari imukurikiye, basakuza bati «Nimumukureho!»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Pawulo yiregura imbere ya rubanda

37 Igihe bajyaga kumwinjiza mu kigo cy'abasirikare, Pawulo abaza umugaba w'ingabo ati «Mbese nshobora kugira icyo nkubwira?» Undi aramusubiza ati «Uzi ikigereki?

38 Aho none ntiwaba wa Munyamisiri uherutse gutera impagarara, agacikisha abantu ibihumbi bine b'abishi, akabajyana mu butayu?»

39 Pawulo ni ko kumusubiza ati «Jyewe ndi Umuyahudi, ukomoka i Tarisi ho muri Silisiya, nkaba umuturage w'uwo mugi w'ikirangirire. None ndakwinginze ngo ureke ngire icyo mbwira iyi mbaga.»

40 Umugaba w'ingabo amaze kumwemerera, Pawulo ahagarara ku mabaraza, arambura ukuboko kugira ngo acecekeshe imbaga. Bamaze gutuza, ababwira mu rurimi rw'igihebureyi ati

## Ibyakozwe 22

1 «Bavandimwe kandi babyeyi, nimwumve ukwiregura kwanjye ngiye kubagezaho.»

2 Nuko ngo bumve avuze mu rurimi rw'igihebureyi, ituze rirushaho kuba ryose.

3 Arakomeza ati «Ndi Umuyahudi, navukiye i Tarisi ho muri Silisiya, ariko narerewe muri uyu mugi; nigishwa na Gamaliyeli, antoza kwita byuzuye ku Mategeko y'abasekuruza. Imana nyirwanira ishyaka nk'uko namwe murirwana uyu munsi.

4 Natoteje abantu bakurikiraga iyi Nzira kugeza ubwo mbica, mboha abagabo n'abagore mbashyira mu buroko.

5 Umuherezabitambo mukuru hamwe n'abakuru b'umuryango ni bo ntanzeho abagabo, bo bampaye inzandiko nshyikiriza abavandimwe bacu b'i Damasi, ubwo najyagayo, ntumwe kuboha abariyo no kubazana i Yeruzalemu kugira ngo bahanwe.

6 Nuko igihe nkiri mu nzira negereje kugera i Damasi, ako kanya amanywa ava, urumuri ruturutse mu ijuru rurangota.

7 Nikubita hasi, maze numva ijwi rimbwira riti 'Sawuli, Sawuli! Urantotereza iki?'

8 Ndasubiza nti 'Uri nde, Nyagasani?' Iryo jwi rirongera riti 'Ndi Yezu w'i Nazareti, uwo uriho utoteza.'

9 Bagenzi banjye twari kumwe babonye urumuri, ariko ntibumve ijwi ry'uwo tuvugana.

10 Ni ko kubaza nti 'Nkore iki se, Nyagasani?' Nyagasani aransubiza ati 'Haguruka ujye i Damasi, ni ho bazakubwira ibyo wagenewe gukora byose.'

11 Ariko kubera ko icyezezi cy'urwo rumuri cyari cyampumye amaso, abo twari kumwe bagombye kundandata, ngera i Damasi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12Aho i Damasi hakaba umuntu witwa Ananiya, yari umuntu wubaha Imana, agakurikiza Amategeko kandi agashimwa n'Abayahudi bose bari bahatuye.

13Aza kundeba maze arambwira ati «Sawuli, muvandimwe, humuka.' Ako kanya ndahumuka, maze ndamureba.

14Nuko arambwira ati 'Imana y'abasekuruza bacu yakugeneye kumenya icyo ishaka, kubona Intungane no kumva ijwi ryayo bwite.

15Ugomba rero kuyibera umugabo mu bantu bose, ubamenyesha ibyo wabonye n'ibyo wumvise.

16None se kandi utegereje iki? Haguruka wambaze Nyagasani, ubatizwe kandi uhanagurweho ibyaha byawe.'

17Nuko ngaruka i Yeruzalemu, igihe nari mu Ngoro nsenga nza gutwarwa,

18maze mbona Nyagasani wambwiraga ati 'Ihute uve i Yeruzalemu bidatinze, kuko batazakira ibyo uzahamya binyerekeyeho.'

19Ubwo ndasubiza nti 'Nyagasani, barabizi neza ko ari jye wajyaga mu masengero yose gufunga no gukubita abakwemera.

20Ndetse n'igihe bamennye amaraso ya Sitefano umuhamya wawe, nanjye nari mpari nshyigikiye abo bishi be, kandi ndinze n'imyambaro yabo.'

21Ariko Nyagasani arambwira ati 'Genda, kuko jyewe nshaka kugutuma ku bo mu mahanga ya kure.'»

22Abayahudi bari bagumye kumutega amatwi kugeza ko avuze ayo magambo, batera hejuru bati «Umuntu nk'uyu agomba kuvanwa ku isi! Ntakwiye kubaho!»

23Igihe bariho basakabaka, bajugunya ibishura byabo, ari na ko batumura umukungugu mu kirere,

24umugaba w'ingabo ategeka ko binjiza Pawulo mu kigo cy'abasirikare, no kumubaza babanje kumukubita ibiboko, kugira ngo amenye impamvu ituma rubanda bamuvugiriza induru.

25Igihe babohaga Pawulo kugira ngo bamukubite, abaza umutegeka w'abasirikare wari umuhagarikiye ati «Mbese mufite uburenganzira bwo gukubita umuntu ufite ubwenegihugu bw'Abanyaroma, atari yanacirwa urubanza?»

26Uwo mutegeka w'abasirikare ngo abyumve, asanga umugaba w'ingabo, aramubaza ati «Ibyo ugiye gukora ni ibiki? Ko uriya mugabo ari Umunyaroma!»

27Umugaba w'ingabo araza, abaza Pawulo ati «Ngaho mbwira, koko se uri Umunyaroma?» Pawulo aramusubiza ati «Ni koko.»

28Umugaba w'ingabo ni ko kuvuga ati «Nyamara jyewe narishye byinshi, kugira ngo


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mpabwe ubwo bwenegihugu!» Pawulo aravuga ati «Jyewe rero narabuvukanye!»

29 Abari bagiye kumukubita bahita bamureka; umugaba w'ingabo agira ubwoba, aho amariye kumenya ko ari Umunyaroma kandi akaba yamuboshye.

### Pawulo imbere y'Inama nkuru

30 Bukeye bw'uwo munsi, umugaba w'ingabo ashaka kumenya neza icyo Abayahudi barega Pawulo, aramubohora, hanyuma ategeka ko abatware b'abaherezabitambo n'Inama nkuru yose baterana, azana Pawulo amuhagarika imbere yabo.

## Ibyakozwe 23

1 Pawulo ahanga amaso Inama nkuru, ni ko guterura ati «Bavandimwe, kugeza uyu munsi ndumva nta kibi mfite ku mutima.»

2 Ariko Ananiya, umuherezabitambo mukuru, ategeka abari bakikije Pawulo kumukubita ku munwa. Nuko Pawulo aramubwira ati

3 «Ni wowe Imana izakubita, wa nkike we irabye ingwa! Wicajwe no kuncira urubanza ukurikije Amategeko, none uhinyuye Amategeko, utegeka ko bankubita!»

4 Abari bahagaze aho baravuga bati «Uratuka umuherezabitambo mukuru w'Imana!»

5 Pawulo arabasubiza ati «Bavandimwe, nta bwo nari nzi ko ari umuherezabitambo mukuru, kuko byanditswe ngo *'Ntugatuke umutware w'umuryango wawe.'*»

6 Pawulo ngo amenye ko iryo koraniro rigizwe n'igice kimwe cy'Abasaduseyi, n'ikindi cy'Abafarizayi, avuga aranguruye imbere y'Inama nkuru ati «Bavandimwe, ndi Umufarizayi, nkaba umwana w'Abafarizayi. Icyatumye nshyirwa mu rubanza, ndazira ko niringira izuka ry'abapfuye.»

7 Ngo amare kuvuga ibyo, havuka amakimbirane mu Bafarizayi n'Abasaduseyi, ikoraniro risubiranamo.

8 Koko rero, Abasaduseyi bavugaga ko nta zuka, nta mumalayika, nta na roho bibaho, naho Abafarizayi bakemera ko bibaho.

9 Haba urusaku rwinshi, bituma bamwe mu bigishamategeko bo mu gice cy'Abafarizayi bahaguruka, barwana ishyaka bikomeye bagira bati «Nta kibi tubona kuri uyu muntu. Mbese none roho yaba yaravuganye na we, cyangwa se umumalayika?»

10 Kubera ko amakimbirane yarushagaho gukomera, umugaba w'ingabo atinya ko bari butanyaguze Pawulo, ni ko gutegeka abasirikare ngo bamanuke bamuvane hagati yabo, bamusubize mu kigo cyabo.

11 Mu ijoro rikurikiyeho, Nyagasani abonekera Pawulo aramubwira ati «Komera! Uko wambereye umugabo i Yeruzalemu, ni ko ugomba no kuzambera umugabo n'i Roma.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Abayahudi bahigira kwica Pawulo

[12]Bukeye mu gitondo, bamwe mu Bayahudi bajya inama, ndetse barahira ko batazagira icyo barya cyangwa ngo banywe, batabanje kwica Pawulo.

[13]Abari bahuje uwo mugambi bari abantu basaga mirongo ine.

[14]Basanga abatware b'Abaherezabitambo n'abakuru b'umuryango, barababwira bati «Twarahiye dukomeje ko nta cyo turi bukoze ku munwa, tutabanje kwica Pawulo.

[15]None rero mwebwe, mwumvikane n'Inama nkuru, musabe umugaba w'ingabo amubazanire, nk'aho hari ikindi mushaka kumenya ku bimwerekeyeho. Ubwo natwe turaba twiteguye kumwica, atari yabageraho.»

[16]Ariko mwishywa wa Pawulo ngo amenye iby'icyo gico, araza yinjira mu kigo cy'abasirikare, abibwira Pawulo.

[17]Pawulo ni ko guhamagara umwe mu bategeka b'abasirikare, aramubwira ati «Jyana uyu musore ku mugaba w'ingabo, kuko hari icyo ashaka kumumenyesha.»

[18]Nuko aramujyana amugeza ku mugaba w'ingabo, maze aravuga ati «Imfungwa yitwa Pawulo yampamagaye, insaba kukugezaho uyu musore, ngo afite icyo akubwira.»

[19]Umugaba w'ingabo ni ko kumufata ukuboko, amujyana ahiherereye, aramubaza ati «Icyo ushaka kumenyesha ni iki?»

[20]Uwo musore aramusubiza ati «Abayahudi bumvikanye ko ejo bazagusaba kuzana Pawulo mu Nama nkuru, bitwaje ko hari ibindi bashaka kumenya ku bimwerekeyeho.

[21]Ntuzabemerere, kuko abantu basaga mirongo ine bamwubikiye, bakaba barahiye ko batazagira icyo barya cyangwa banywa batabanje kumwica. Bategereje gusa igisubizo cyawe.»

[22]Nuko umugaba w'ingabo asezerera uwo musore, ariko abanje kumwihanangiriza ati «Uramenye ntugire umuntu n'umwe ubwira ibyo wamenyesheje!»

## Pawulo yoherezwa i Kayizareya

[23]Hanyuma ahamagara babiri mu bategeka b'abasirikare, arababwira ati «Nimutegure abasirikare magana abiri, abanyamafarasi mirongo irindwi, n'izindi ngabo magana abiri zitwaje amacumu, mwitegure guhaguruka saa tatu z'ijoro mujya i Kayizareya.

[24]Mutegure kandi n'amafarasi yo guheka Pawulo, mumushyikirize umutware Feligisi, akiri mutaraga.»

[25]Nuko umugaba w'ingabo yandikira umutware Feligisi muri aya magambo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

26«Jyewe Kalawudiyo Liziya, kuri Nyakubahwa umutware Feligisi: ndakuramutsa.

27Uyu muntu nkoherereje yafashwe n'Abayahudi bashaka kumwica, ni bwo mpagobotse n'umutwe w'abasirikare ndamubaka, kuko nari maze kumenya ko afite ubwenegihugu bw'Abanyaroma.

28Nashatse kumenya icyo bamurega, mujyana mu Nama nkuru,

29nsanga rero bamurega impaka z'ibyerekeye amategeko yabo, ariko nta kindi kintu na kimwe yakoze cyatuma apfa cyangwa ngo abohwe.

30Aho menyeye ko bari biteguye kumwica, niyemeje kumukohereza. Menyesheje kandi n'abamurega ko bazakugezaho ibirego byabo. Gira amahoro!»

31Nuko abasirikare bakora uko bategetswe, bajyana Pawulo muri iryo joro, bamugeza Antipatiri.

32Bukeye, abanyamafarasi baba ari bo bakomeza kujyana na we, abandi bagaruka mu kigo cyabo.

33Bageze i Kayizareya, bahereza umutware Feligisi urwandiko, bamushyikiriza na Pawulo.

34Feligisi amaze gusoma urwandiko, abaza akarere Pawulo akomokamo. Aho amenyeye ko akomoka muri Silisiya,

35aravuga ati «Nzaba numva ibyawe, abakurega bamaze kugera hano.» Nuko ategeka ko arindirwa mu ngoro ya Herodi.

## Ibyakozwe 24

### Pawulo aregwa ku mutware Feligisi

1Hashize iminsi itanu, Ananiya umuherezabitambo mukuru amanukana na bamwe mu bakuru b'umuryango, hamwe n'umuburanyi wabo witwa Teritulo; basanga umutware Feligisi kugira ngo bamuregere Pawulo.

2Pawulo amaze guhamagarwa, Teritulo atangira kumurega agira ati «Nyakubahwa Feligisi, aya mahoro atuganjemo ni wowe tuyakesha, kandi n'ibyavuguruwe byinshi muri iki gihugu tubikesha umwete wawe.

3Aho turi hose, ntidusiba buri gihe kwakira ibyo byiza, kandi turabigushimira cyane.

4Ariko kugira ngo ntakurambira, ndagusaba ko watwihanganira uko ubisanganywe, ukumva muri make ibyo dushaka kukubwira.

5Uyu muntu twasanze ari icyorezo, acumba urugomo mu Bayahudi bo ku isi yose, kandi akaba n'umutware w'agatsiko kayobye k'Abanyanazareti.

6Ndetse yagerageje no guhumanya Ingoro y'Imana yacu, turamufata. (Dushatse

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kumucira urubanza dukurikije amategeko yacu,

7ni bwo umugaba w'ingabo Liziya ahagobotse, amutwambura ku ngufu,

8ategeka ko abamuregaga bazagusanga). Nawe ubwawe umubajije, ushobora kumenya neza ko ibyo tumurega ari impamo.»

9Abayahudi na bo baryungamo, bahamya ko ibyo byose ari ko biri.

## Pawulo yiregura ku mutware Feligisi

10Umutware Feligisi amaze kumuha ikimenyetso cyo kuvuga, Pawulo araterura ati «Nzi neza ko umaze imyaka myinshi ucira imanza abaturage b'iki gihugu cyacu, ni yo mpamvu nishimiye kwiregurira imbere yawe.

11Nk'uko wowe ubwawe ushobora kubyigenzurira, iminsi ntirarenga cumi n'ibiri kuva aho nzamukiye i Yeruzalemu, njyanyweyo no gusenga.

12Haba mu Ngoro, haba mu masengero cyangwa mu mugi, muri aba bantu nta wigeze ambona hari uwo tujya impaka, cyangwa ngo basange nteza imvururu muri rubanda.

13Aba bantu nta n'ubwo bashobora kubona ibimenyetso byemeza ibyo bandega ubu ngubu.

14Nyamara icyo nemereye imbere yawe, ni uko nkorera Imana y'abasekuruza, nkurikije Inzira aba bita agatsiko k'abayobye, nkaba nemera n'ibyanditswe byose mu Mategeko no mu Bahanuzi.

15Mfite icyo cyizere ku Mana — kandi na bo turagisangiye —, ko hazabaho izuka ry'intungane kimwe n'iry'abagome.

16Ni cyo gituma nihatira ubudatuza kugira umutimanama udahinyuka imbere y'Imana n'imbere y'abantu.

17Nyuma y'imyaka myinshi, nagarutse i Yeruzalemu nzaniye umuryango wanjye imfashanyo z'abakene, ndetse n'amaturo.

18Igihe nkiri muri ibyo, bansanga mu Ngoro maze kwisukura, ariko nta bantu benshi twari kumwe, yemwe nta n'urusaku;

19uretse bamwe mu Bayahudi bo muri Aziya... Abo ni bo bagombaga kuza kukundegaho, iyo bajya kugira ikibi bambonaho!

20Cyangwa se aba na bo nibavuge ikosa bansanganye, igihe nari mpagaze imbere y'Inama nkuru!

21Naba se nzira iri jambo navugiye rwagati muri bo ndanguruye nti 'Mbese byaba ari uko nemera izuka ry'abapfuye, byatumye uyu munsi munshyira mu rubanza?'»

22Feligisi wari uzi neza iby'iyo Nzira, asubika urubanza avuga ati «Umugaba w'ingabo Liziya namara kuza, nzarangiza ibyanyu.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

23Nuko ashinga umutegeka w'abasirikare kurinda Pawulo aho yari ari mu buroko, ariko ngo amureke yishyire yizane, kandi ngo ntabuze n'umwe mu be kumuha icyo akeneye.

### Pawulo amara imyaka ibiri mu buroko

24Hashize iminsi mike Feligisi azana n'umugore we Durusila, wari Umuyahudikazi. Ahamagaza Pawulo, maze amutega amatwi ngo amubwire ibyerekeye kwemera Yezu Kristu.

25Ariko ngo ikiganiro kigere ku byerekeye ubutabera, ukwifata n'urubanza ruzaza, Feligisi agira ubwoba, ni ko kuvuga ati «Ba urekeye aho wigendere, ninongera kubona igihe nzagutumaho.»

26Yari yizeye kandi ko Pawulo yazamuha amafaranga, ni yo mpamvu yahoraga amutumiza kenshi ngo baganire.

27Imyaka ibiri ishize, Feligisi asimburwa n'uwitwa Porikiyo Fesito; maze Feligisi ashaka kwikundisha ku Bayahudi, asiga Pawulo mu buroko.

## Ibyakozwe 25

### Pawulo ajuririra Kayizari

1Nyuma y'iminsi itatu Fesito ageze muri ako karere, ava i Kayizareya ajya i Yeruzalemu.

2Abatware b'abaherezabitambo n'abanyacyubahiro bo mu Bayahudi bamusanganiza ibirego barega Pawulo; bamwinginga

3bamusaba kubagirira ubuntu ngo amutumize aze i Yeruzalemu, kuko bari baciye ibico byo kumwubikira ngo bamutsinde mu nzira.

4Nuko Fesito abasubiza ko Pawulo afungiye i Kayizareya, kandi ko na we ubwe agomba gusubirayo bidatinze.

5Arongera ati «Kandi ababa babishoboye muri mwe, baze tujyane i Kayizareya, barege uwo muntu niba hari ikibi yakoze!»

6Fesito amara iwabo iminsi itarenze umunani cyangwa icumi, asubira i Kayizareya. Bukeye ajya mu rukiko, maze ategeka ko bazana Pawulo.

7Bamugejeje aho, Abayahudi bamanutse i Yeruzalemu baramukikiza, batangira kumurega byinshi kandi bikomeye, badashobora no kubonera gihamya.

8Nuko Pawulo ariregura ati «Nta kosa nigeze nkora, haba ku Mategeko y'Abayahudi, haba ku Ngoro cyangwa se kuri Kayizari.»

9Ariko Fesito ashatse kwikundisha ku Bayahudi, abaza Pawulo ati «Mbese uremera kujya i Yeruzalemu kugira ngo abe ariho ucirirwa urubanza mu maso yanjye?»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10 Pawulo arasubiza ati «Dore ndi mu rukiko rwa Kayizari, ni ho ngomba gucirirwa urubanza. Nta kibi nakoreye Abayahudi nk'uko nawe ubizi neza.

11 Niba koko ibyo bimpama, cyangwa se niba narakoze icyaha gikwiriye urupfu, sinanga gupfa. Ariko niba ibirego aba bantu bandega nta kuri kurimo, nta muntu ufite uburenganzira bwo kubangabiza. Njuririye Kayizari!»

12 Nuko Fesito amaze kuvugana n'abajyanama be, arasubiza ati «Ubwo ujuririye Kayizari, uzajye kwa Kayizari.»

### Pawulo imbere y'umwami Agripa

13 Hashize iminsi mike, umwami Agripa na Berenisa bagera i Kayizareya, baje gusura Fesito.

14 Bahamaze igihe, Fesito atekerereza umwami ibya Pawulo, agira ati «Hano hari umuntu Feligisi yasize mu buroko.

15 Igihe nari i Yeruzalemu, abatware b'abaherezabitambo n'abakuru b'Abayahudi baramundegera, bansaba ko yakwicwa.

16 Mbasubiza ko atari akamenyero ku Banyaroma gucira umuntu urubanza, nta we uhingutse ngo amushinje na we abone umwanya wo kwiregura, ngo yiyezeho icyaha.

17 Ubwo rero baje hano, nanjye sinazarira, bukeye nicara mu rukiko mpamagaza uwo muntu.

18 Abamuregaga baramukikiza, ariko ntibagira ikirego gikomeye na kimwe bahingutsa mu byo nakekaga.

19 Ahubwo bafite ibyo bapfa byerekeye idini yabo, ariko ku buryo bw'umwihariko bagapfa umuntu witwa Yezu wapfuye, nyamara Pawulo akaba yemeza ko ari muzima.

20 Mbonye ko ntashobora gukemura ibyo bibazo byabo, mbaza Pawulo niba yemera kujya i Yeruzalemu, ngo abe ari ho acirirwa urubanza ku byo bamuregaga.

21 Ariko Pawulo arajurira, ashaka ko urubanza rwe rwarangizwa na Nyir'icyubahiro ; ubwo nanjye ntegeka ko bamurinda kugeza igihe nzamwohereza kwa Kayizari.»

22 Agripa ni ko kubwira Fesito ati «Nanjye ndashaka kumva uwo muntu!» Undi aramusubiza ati «Ejo uzamwumva.»

23 Nuko bukeye, Agripa na Berenisa binjirana ishema mu rukiko, bashagawe n'abagaba b'ingabo hamwe n'abanyacyubahiro bo muri uwo mugi, maze Fesito ategeka ko bazana Pawulo.

24 Fesito afata ijambo, agira ati «Mwami Agripa, namwe mwese abateraniye hano, murabona uyu muntu. Imbaga yose y'Abayahudi yaje kumundegera i Yeruzalemu, ndetse na n'ubu baracyasakuza, bavuga ko adakwiye kubaho.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

25Jye nasanze nta cyo yakoze cyatuma akwiye gupfa. Nyamara kuko we yajuririye Nyir'icyubahiro, niyemeza kumumwoherereza.

26Icyakora, nta kintu na kimwe cy'ukuri nabonye naheraho nandikira Kayizari ku bimwerekeyeho. Ni cyo gitumye muzana imbere yanyu, cyane cyane wowe, mwami Agripa, kugira ngo nimumara kumubaza mbonereho kugira icyo nandika.

27Kuko nasanze bidafututse kohereza imfungwa, ntagaragaje neza icyo iregwa.»

## Ibyakozwe 26

### Pawulo yiregura imbere ya Agripa

1Nuko Agripa abwira Pawulo ati «Ngaho iregure.» Pawulo arambura ukuboko, atangira kwiregura ati

2«Mwami Agripa, biranshimishije kurushaho, kuko ibyo Abayahudi bandega byose, uyu munsi ngiye kubyiregurira imbere yawe,

3cyane cyane kuko nawe usanzwe uzi neza imico y'Abayahudi n'ibyo bajyaho impaka. Ni cyo gitumye ngusaba ngo wihangane unyumve.

4Abayahudi bose bazi imibereho yanjye uhereye mu buto bwanjye, uko nabayeho rwagati mu muryango wanjye, ndetse n'i Yeruzalemu.

5Baranzi kuva kera, babishatse bashobora guhamya ko nabaye umuyoboke w'ishyaka rikomeye ry'idini yacu, nkurikije umuco w'Abafarizayi.

6None ubu ndaregwa ko nizera amasezerano Imana yagiriye abasekuruza bacu.

7Ayo masezerano ni yo nyine imiryango yacu uko ari cumi n'ibiri idahwema kwizera ko azasohozwa, bigatuma ishishikarira gusenga Imana amanywa n'ijoro. None rero, Mwami, iby'ayo mizero ni byo ndegwa n'Abayahudi.

8Mbese ye, ni mpamvu ki mudashobora kwemera ko Imana ishobora kuzura abapfuye?

9Nanjye ubwanjye, natekerezaga ko ngomba kurwanya ku buryo bwose izina rya Yezu w'i Nazareti.

10Ni na byo nakoze i Yeruzalemu; nashyize mu buroko abenshi mu batagatifujwe, mpawe uburenganzira n'abatware b'abaherezabitambo; igihe kandi babaciraga urwo gupfa nkabishyigikira.

11Nazengurutse amasengero yose mbatoteza bikomeye, ndetse nkanabahatira gutuka Imana. Narabarakariraga bikabije, ku buryo nabakurikiraga kugeza no mu migi yo mu mahanga.

12Ni cyo cyatumye umunsi umwe njya i Damasi, mfite ububasha n'amabwiriza by'abatware b'abaherezabitambo.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Nuko ndi mu nzira rero, Mwami, amanywa ava mbona urumuri rutambukije izuba
kwaka ruturutse mu ijuru, rurangota hamwe n'abo twari kumwe.

14Ubwo twese twikubita hasi, maze numva ijwi rimbwira mu rurimi rw'igiheburеyi,
riti 'Sawuli, Sawuli! Urantotereza iki? Biragukomereye kwishita ku rubambo.'

15Nuko ndabaza nti 'Uri nde, Nyagasani?' Nyagasani aransubiza ati 'Ndi Yezu, uwo
uriho utoteza.

16Ariko byuka, maze uhagarare! Igitumye nkubonekera ni uko nakugeneye kuba
umugaragu wanjye n'umuhamya w'ibyo ubonye, n'uw'ibyo nzakwereka hanyuma.

17Nzakugobotora umuryango wawe kimwe n'iy'abanyamahanga nkoherejemo,

18kugira ngo ubahumure amaso, ubahindure bave mu mwijima bagane urumuri,
bave mu ngoma ya Sekibi bagarukire Imana; kugira ngo nibanyemera bagirirwe
imbabazi z'ibyaha, kandi bahabwe umurage hamwe n'abatagatifujwe.'

19Kubera iyo mpamvu rero, mwami Agripa, nta cyari kumbuza kumvira ibyo
neretswe biturutse mu ijuru.

20Mpera ko mbanziriza ku bantu b'i Damasi, ngera i Yeruzalemu no mu karere kose
ka Yudeya no mu mahanga yose, menyesha abo bose ngo bisubireho kandi
bagarukire Imana, babeho ku buryo bukwiriye abicujije.

21Ni cyo cyatumye Abayahudi bamfata igihe nari mu Ngoro, bakagerageza kunyica.

22Nyamara no kugeza uyu munsi Imana iracyantabara, nkaba ngikomeza guhamya
mu maso ya bose, abato kimwe n'abakuru, ibyavuzwe n'abahanuzi na Musa ku
bigomba kuzaba kandi nta cyo nongeyeho:

23bityo mpamya ko Kristu yagombaga kubabara, kandi ko aho amariye kuzuka uwa
mbere mu bapfuye, azasakaza urumuri mu muryango wacu no mu mahanga.»

24Pawulo, ngo ageze aho yiregura, Fesito atera hejuru ati «Pawulo, wasaze! Wize
byinshi byo kugutera ibisazi!»

25Pawulo aramusubiza ati «Nyakubahwa Fesito, sinasaze, ahubwo ndavuga
amagambo y'ukuri kandi ashyira mu gaciro.

26Ni yo mpamvu mvuga nta cyo nishisha kuko umwami mbwira abizi neza byose,
nkaba mpamya ko nta na kimwe cyamusobye, kuko bitakorewe mu bwihisho.

27Mwami Agripa, mbese waba wemera iby'abahanuzi? Na ko ndabizi: urabyemera.»

28Nuko Agripa abwira Pawulo, ati «Erega ndabona uko utekereza, hari hato
ukanyemeza kuba umukristu!»

29Pawulo aramusubiza ati «Byaba iby'akanya gato cyangwa se igihe kinini, ndasaba
Imana ngo, uretse nawe wenyine, n'abanyumva uyu munsi bose bamere nkanjye...,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

usibye iyi minyururu imboshye!»

30Nuko umwami n'umutware na Berenisa n'abo bari kumwe barahaguruka.

31Bigiye hirya baravugana bati «Uriya muntu, nta kibi yakoze gikwiriye kumwicisha, cyangwa kumufungisha!»

32Agripa abwira Fesito ati «Uriya muntu yajyaga kurekurwa, iyo atajuririra Kayizari.»

## Ibyakozwe 27

### Pawulo ajya mu Butaliyani

1Bamaze kwemeza ko dufata ubwato tukajya mu Butaliyani, Pawulo n'izindi mfungwa bashingwa umutegeka w'abasirikare witwa Yuli, akaba uwo mu mutwe w'abasirikare witwa «uwa Ogusito».

2Twurira ubwato buvuye Aduramiti bwajyaga mu byambu bya Aziya, maze tugera mu mazi magari. Ubwo twari kumwe na Arisitariko, Umumasedoniya ukomoka i Tesaloniki.

3Bukeye duhagarara i Sidoni; Yuli rero wagiriraga neza Pawulo, amwemerera kujya gusura incuti ze kugira ngo zimwakire.

4Tuvuye aho, tunyura mu majyepfo y'ikirwa cya Shipure, kuko umuyaga waturwanyaga.

5Tuhavuye, tunyura mu nyanja iherereye kuri Silisiya na Pamfiliya, maze twambukira i Mira ho muri Lisiya.

6Tugeze aho ngaho, umutegeka w'abasirikare abona ubwato buturutse Alegisandiriya bugana mu Butaliyani, nuko turabwurira.

7Tumara iminsi myinshi tugenda buhoro, tuza kugera ahateganye n'umugi wa Kinida, ariko bibanje kutugora. Umuyaga utubujije gukomeza, tunyura mu majyepfo y'ikirwa cya Kireta, ahateganye na Salimoni.

8Tumaze kuhanyura ariko bitugoye, tugera ahitwa «Myaro myiza», hafi y'umugi wa Lasaya.

9Twari tumaze igihe kirekire kandi gukomeza urugendo rwo mu bwato bikaba byatera amakuba, kuko umunsi w'igisibo wari wararangiye; Pawulo ni ko kutubwira ati

10«Ncuti zanjye, ndabona uru rugendo rwo mu bwato rugiye gukurura amakuba ndetse rugahitana byinshi, atari ku mitwaro n'ubwato byonyine, ahubwo ndetse no ku bantu.»

11Umutegeka w'abasirikare, aho kwita ku byo Pawulo avuga, yiringira inama

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

z’umusare na nyir’ubwato.

12Nyamara icyo cyambu nticyari kimeze neza muri ayo mezi y’imbeho; abenshi bahuza umugambi wo gukomeza bakavayo, ngo barebe ko bagera i Fenike, babe ari ho bamara ayo mezi y’imbeho. Fenike ni icyambu cyo mu kirwa cya Kireta, aherekera mu burengerazuba.

### Inkubi y’umuyaga

13Ngo bumve umuyaga woroshye uturuka mu majyepfo utangiye guhuhera, bibwira ko umugambi wabo wagezweho; ni ko kuzitura ubwato bagerageza kugenda, bakikiye ikirwa cya Kireta.

14Ariko bidatinze, inkubi y’umuyaga witwa «Majyaruguru y’uburasirazuba» utangira guhuhera uturutse mu kirwa,

15ukubita ubwato bunanirwa kuwurwanya; nuko twemera kujyanwa aho umuyaga ushaka.

16Twabonye aho twikinga umuyaga akanya gato, ubwo twahitaga mu majyepfo y’akarwa kitwa Kawuda. Aho ni ho twashoboye kwiyegereza ubwato buto bwari buziritse ku bunini twarimo.

17Abasare barabwuriza babushyira mu bunini; maze ubwo bunini babuzengurutsa imigozi ikomeye, barabuhambira ngo budasandara. Ubwo barekurira mu mazi ibifatabwato kugira ngo bugende buhoro, babitewe no gutinya kujugunywa ku nkombe ya Sirita.

18Uko twagakomeje gucundabatwa bikomeye n’inkubi y’umuyaga, bukeye bw’aho batangira kuroha imitwaro mu nyanja,

19naho ku munsi wa gatatu abasare ubwabo bafata ibikoresho by’ubwato, na byo barabiroha.

20Hari hashize iminsi myinshi nta zuba nta n’inyenyeri biboneka, umuyaga ukomeza kuba mwinshi kandi mubi kugeza ubwo tutari tukiringiye kurokoka.

21Bari bamaze igihe kirekire nta cyo bakoza ku munwa, Pawulo ni ko guhagarara hagati yabo, arababwira ati «Ncuti zanjye, byari kuba byiza iyo mujya kunyumva ntimutirimuke i Kireta, kuko mutari kubona aya makuba cyangwa ngo mugire igihombo kingana gitya.

22Ariko noneho ndabasabye ngo mushyire umutima hamwe, kuko ari nta muntu n’umwe muri mwe uzagira icyo aba, keretse ubwato bwonyine.

23Iri joro nyine, umumalayika w’Imana niyeguriye kandi nkorera yambonekeye,

24arambwira ati ’Pawulo, witinya! Ni ngombwa ko ugera imbere ya Kayizari, kandi Imana ikugiriye ubuntu bwo kugukiriza ubuzima, hamwe n’abo mufatanyije


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

urugendo bose.’

25Nimukomere rero ncuti zanjye, kuko nizeye Imana, bizaba nk’uko yabimbwiye.

26Amaherezo ariko, ubwato buzadusuka ku kirwa.»

### Ubwato busandara bose bakaba bataraga

27Ijoro rya cumi na kane tugicundabatwa n’inkubi y’umuyaga mu nyanja ya Adiriyatika, ahagana mu gicuku, abasare bibwira ko bari hafi kugera ku butaka.

28Bajugunya mu mazi umugozi uziritseho icyuma, basanga uburebure bw’amazi bureshya n’imikono makumyabiri; ngo bigire imbere gato babona uburebure bw’imikono cumi n’itanu.

29Batinya ko ubwato bwasekura ku mabuye yo mu nyanja, bajugunya mu mazi ibifatabwato bine by’inyuma ngo ahari bwahagarara, maze bagategereza ko bucya.

30Bigeze aho abasare bashaka guhunga, basubiza bwa bwato buto mu mazi, bitwaje ko bagiye kumanurira mu mazi ibindi bifatabwato by’imbere.

31Pawulo abwira umutegeka w’abasirikare n’ingabo ze, ati «Aba bantu nibataguma mu bwato, mwebwe ntimushobora kurokoka.»

32Nuko abasirikare batema imigozi iziritse bwa bwato buto, barabureka buragenda.

33Bujya gucya, Pawulo asaba ko bagira icyo bafungura agira ati «Dore uyu munsi ni uwa cumi n’ine muhagaritse umutima, mutagira icyo mukoza ku munwa.

34Ndabasabye rero ngo mugire icyo murya, maze mubashe kubaho. Nongeye kandi kubabwira ko nta n’agasatsi k’umwe muri mwe kazazimira.»

35Amaze kuvuga atyo, afata umugati, ashimira Imana imbere ya bose, arawumanyura maze atangira kurya.

36Bose ni ko kugarura umutima, na bo baratangira bararya.

37Abari mu bwato twese, twari magana abiri na mirongo irindwi na batandatu.

38Bamaze kwijuta, baroha ingano mu nyanja, kugira ngo borohereze ubwato.

39Ngo bumare gucya, abasare ntibababasha kumenya ubutaka bari bagezeho, ariko babona akagobe k’inyanja gafite inkuka y’umusenyi, batekereza ko bishobotse ari ho bakwerekeza ubwato.

40Bazitura bya bifatabwato birokera mu nyanja, bahambura n’ibiyoborabwato by’inyuma; hanyuma bazamura umwenda wo ku ruhembe rw’imbere, bityo bagana ku nkombe bakurikiye icyerekezo cy’umuyaga.

41Ariko ubwato ngo bugere ku gashoro k’ubutaka karengewe n’amazi, butikura mu musenyi. Uruhembe rw’imbere rurigitamo ku buryo budatirimuka, naho

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

urw'inyuma rusandazwa n'umuhengeri wo mu nyanja.

42Abasirikare rero bagira igitekerezo cyo kwica imfungwa, ngo hatagira uwoga agacika.

43Ariko umutegeka w'abasirikare washakaga gukiza Pawulo, ababuza kurangiza uwo mugambi, ahubwo ategeka ko abazi koga bakwiroha aba mbere, bagafata ku nkombe;

44abasigaye na bo bakabakurikira, bogeye ku mbaho cyangwa ku bimene by'ubwato. Uko ni ko bose bababashije gufata imusozi, ari bataraga.

## Ibyakozwe 28

### Pawulo ku kirwa cya Malita

1Tumaze rero guhonoka icyo cyago, tumenya ko icyo kirwa tugezeho cyitwa Malita.

2Abaturage b'aho batwakira neza cyane, kubera ko imvura yagwaga hariho n'imbeho, baducanira umuriro turawukikiza.

3Pawulo atoragura umuganda w'inkwi azishyira mu muriro, inzoka y'impiri isohorokamo yikanze ubushyuhe, maze imusumira ikiganza.

4Abaturage babonye icyo gikoko kimunagana ku kiganza, baravugana bati «Rwose uyu muntu agomba kuba ari umwicanyi! Kubona yarokotse inyanja, ariko ubutabera bw'Imana bukaba bukimukurikiranye!»

5Ariko Pawulo akungutira ya mpiri mu muriro, kandi ntiyagira icyo aba.

6Abo bantu bategereza ko ari bubyimbirwe, cyangwa se ko yikubita hasi agapfa, ariko ngo bamare umwanya bategereje, babona nta cyo abaye. Ni ko kwigarura bavuga bati «Ni imana!»

7Hafi aho, hakaba amasambu y'umutware w'icyo kirwa witwa Pubuliyo, atwakira gicuti, iwe tuhamara iminsi itatu.

8Se w'uwo Pubuliyo yari mu buriri ari indembe, ahinda umuriro kandi na macinya imuri nabi. Pawulo ajya kumusura, amaze gusenga amuramburiraho ibiganza, aramukiza.

9Ibyo bimaze kuba, abandi barwayi bo muri icyo kirwa na bo baraza, abakiza uburwayi bwabo.

10Abantu b'aho baduha icyubahiro cyinshi, nuko igihe twuriye ubwato, baduha impamba twari dukeneye mu rugendo.

### Kuva mu kirwa cya Malita kugera i Roma

11Hashize amezi atatu, twurira ubwato bwavaga Alegisandiriya, bwitiriwe ibigirwamana by'impanga, Kasitori na Polugisi, bwari bumaze amezi yose y'imbeho muri icyo kirwa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

12Tugeze i Sirakuza tuhamara iminsi itatu,

13tuhavuye tugenda dukikiye inkombe, tugera ahitwa Regiyo. Bukeye bw'uwo munsi, umuyaga utangira guhuhera uturuka mu majyepfo, maze tugera i Puzoli ku munsi wa kabiri.

14Tuhasanga abavandimwe, badusaba kumara icyumweru iwabo. Nuko tugera i Roma dutyo.

15Abavandimwe b'i Roma bumvise ko tuje, baza kudusanganirira ku Iguriro rya Apiyo, n'ahitwa ku Macumbi atatu. Pawulo ngo ababone ashimira Imana, yongera kugira icyizere.

### Pawulo i Roma

16Tugeze i Roma, bemerera Pawulo kwicumbikira ukwe, hamwe n'umusirikare wo kumurinda.

17Hashize iminsi itatu, Pawulo atumiza abanyacyubahiro b'Abayahudi bahatuye; ngo bamare guterana arababwira ati «Bavandimwe, n'ubwo nta kibi nagiriye umuryango wacu, cyangwa se ngo ncishe ukubiri n'imigenzo y'abasekuruza, nyamara nafungiwe i Yeruzalemu, nshyikirizwa Abanyaroma!

18Bamaze gusuzuma ibyo ndegwa bashaka kundekura, kuko basanze nta kibi nakoze gikwiye urupfu.

19Ariko mbonye Abayahudi babyanze, biba ngombwa ko njuririra Kayizari, nyamara nta cyo ngamije kurega bene wacu.

20Ngicyo rero icyatumye mbatumiza ngo tuganire. Mu by'ukuri, naboheshejwe iminyururu ku mpamvu y'amizero ya Israheli.»

21Nuko baramusubiza bati «Nta rwandiko twigeze tubona ruturutse mu Yudeya rukuvuga, ndetse nta n'umwe mu bavandimwe waje ngo abitumenyeshe cyangwa se ngo akuvuge nabi.

22Ariko rero, turashaka kumva icyo wowe ubwawe ubitekerezaho, kuko tuzi ko hose barwanya izo nyigisho z'ako gatsiko urimo.»

23Ubwo bemeranya umunsi bazongera guterana, uwo munsi ugeze bamusanga ari benshi ku icumbi rye. Ahera mu gitondo ageza nimugoroba abasobanurira iby'Ingoma y'Imana, anagerageza kubemeza ku byerekeye Yezu, ahereye ku Mategeko ya Musa no ku Bahanuzi.

24Bamwe muri bo bemezwa n'ibyo yavugaga, abandi ariko banga kubyemera.

25Bagera igihe bataha batarumvikana ubwabo, Pawulo ni ko kongeraho iri jambo ati «Mbega ngo riraba irinyakuri, rya jambo Roho Mutagatifu yabwiye abasekuruza banyu, arivugishije umuhanuzi Izayi ati

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

26*’Sanga umuryango wawe, maze ubabwire uti: Kumva muzumva, ariko mwe gusobanukirwa;muzitegereze, ariko mwe kubona.*

27*Kuko uwo muryango winangiye umutima, biziba amatwi, bihuma n’amaso, kugira ngo batagira icyo babona, amatwi yabo akagira icyo yumva, n’umutima wabo ukagira icyo umenya, ngo batavaho bangarukira maze nkabakiza.’*

28Nuko rero, mumenye ko uwo mukiro Imana yawoherereje abanyamahanga, kandi bo bakazawakira!»

29Pawulo ngo amare kubabwira ibyo, Abayahudi bataha bajya impaka z’urudaca.

30Pawulo amara imyaka ibiri yose mu icumbi yirihirira, akakira abamugendereraga bose,

31yamamaza Ingoma y’Imana kandi yigisha ibyerekeye Yezu Kristu nta nkomyi kandi ashize amanga.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Abanyaroma

## Abanyaroma 1

### Indamutso

1Jyewe Pawulo, umugaragu wa Yezu Kristu, ndabaramutsa. Koko natorewe kuba intumwa, nteganyirizwa kwamamaza Inkuru Nziza

2Imana yari yarateguje abahanuzi bayo mu Byanditswe bitagatifu.

3Iyo Nkuru Nziza yerekeye Umwana wayo, Yezu Kristu Umwami wacu, wabayeho ku bw'umubiri ari mwene Dawudi,

4ariko izuka rye ava mu bapfuye rikagaragaza ko ari Umwana w'Imana mu bubasha bwose ku bwa Roho Mutagatifu.

5Ni na We waduhesheje ubutumwa bwo kuyobora mu ikuzo ry'izina rye amahanga yose ku kwemera,

6ari yo mubarirwamo namwe, abahamagawe na Yezu Kristu.

7Mwebwe rero, batoni b'Imana muri i Roma, mwebwe abatagatifujwe no gutorwa n'Imana: nimugire ineza n'amahoro bituruka ku Mana Umubyeyi wacu, no kuri Nyagasani Yezu Kristu.

### Icyifuzo cya Pawulo

8Mbere na mbere, ndashimira Imana yanjye muri Yezu Kristu ku mpamvu yanyu, kuko ukwemera kwanyu kuratwa n'isi yose.

9Imana nyitanzeho umugabo, Yo nkeza mu mutima wanjye namamaza Inkuru Nziza y'Umwana wayo: sinsiba kubibuka,

10ngasaba iteka mu masengesho yanjye ko nazagira amahirwe yo kuzashyira nkagera iwanyu niba Imana ibishatse.

11Koko kandi, ndifuza cyane kubabona ngo mbe nabaha ku ngabire ndengakamere yabakomeza,

12bambe kugira ngo mumare igishyika mu kwemera duhuriyeho, mwebwe nanjye.

13Sinababahisha kandi, bavandimwe, ko kenshi nagambiriye kuza iwanyu — nyamara kugeza ubu byaramburiye — ngo ngire imbuto namwe mbasaruraho, nk'uko byagenze no ku yandi mahanga.

14Ngomba kwita ku Bagereki no ku batari bo, ku bajijutse no ku batajijutse:

15ikaba ari yo mpamvu nshishikajwe no kubigisha Inkuru Nziza namwe ab'i Roma.

### Ubutungane bw'Imana

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16Koko rero, nta bwo nshishwa n'Inkuru Nziza kuko ari yo bubasha bw'Imana burokora uwemera wese uhereye ku Muyahudi ukageza ku Mugereki.

17Koko kandi ni muri yo ubutungane bw'Imana buhishurirwa, bishingiye ku kwemera, bigakomeza ukwemera, nk'uko byanditswe ngo *«Intungane izabeshwaho n'ukwemera.»*

**Icyaha cy'amahanga**

18Koko rero uburakari bw'Imana bwihishura buva mu ijuru burwanya abagomeramana bose, n'abagizi ba nabi bose bapfukirana ukuri muri iyo nabi.

19Kuko icyo umuntu yamenya ku Mana kirabigaragariza: Imana yarakibahishuriye.

20Koko rero, kuva isi yaremwa, ubwenge buhera ku byaremwe, bugashyikira ibitagaragara by'Imana, ni ukuvuga ububasha bwayo buhoraho na kamere yayo bwite. Bityo rero ntibabona uko biregura,

21kuko bamenye Imana, ariko ntibayiha ikuzo, ngo bayishimire uko bikwiriye Imana; ahubwo babaye abapfu bishinga ibitekerezo by'amanjwe, maze umutima wabo w'igipfapfa ucura umwijima.

22Birataga kuba abanyabwenge, bahinduka abapfayongo,

23maze ikuzo ry'Imana idapfa barigurana ishusho isa n'umuntu uzapfa, isa n'ibiguruka, n'inyamaswa, n'ibikurura inda hasi.

24Ngiyo impamvu yatumye Imana ibagabiza iby'umutima wabo urarikira, bakora ibiterasoni, kugira ngo bihumanye umubiri.

25Bo baguranye ukuri kw'Imana ikinyoma, basenga ikiremwa baranagikorera, bahigika Rurema, Nyagusingizwa iteka ryose! Amen.

26Ni cyo cyatumye Imana ibagabiza ingeso z'urukozasoni: dore abagore babo bateshejwe gukoresha imibiri yabo ibihuje na kamere,

27abagabo na bo aho kugana umugore uko kamere ishaka, ubwabo bagurumanirana irari, umugabo agakorana n'undi ibiterasoni, bityo bikururira ingaruka mbi ikwiranye n'ubuyobe bwabo.

28Byongeye kandi, nk'uko banze kumenya Imana, Imana yabagabije ubwenge bwabo bucuramye ngo bakore ibidakorwa.

29Buzuye icyitwa inabi cyose, ubugome, umururumba, ububisha; buzuye ishyari, ubwicanyi, intonganya, uburiganya, ubugambanyi; barasebanya,

30batera urubwa, banga Imana, barasuzugura, barirata, barirarira, bahimbahimba ibibi, bananira ababyeyi;

31ni ibiburabwenge, abahemu, ibiburamutima, intababarira.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

32N'ubwo bazi iteka ry'Imana ricira urwo gupfa abakora bene ibyo, bo ntibabikora gusa, bashima ndetse n'ababikora.

## Abanyaroma 2

### Urubanza rw'Imana itabera

1Nuko rero nta cyo uzabona wireguza, wowe muntu uca urubanza, uwo uri we wese

: kuko iyo ucira undi urubanza, uba witsindisha ubwawe, kuko ugenza utyo nawe wowe uca urubanza.

2Tuzi ko Imana izacira urubanza abagenza batyo ikurikije ukuri.

3None se, muntu ucira urubanza abakora ibyo bintu kandi nawe ubikora, wibwira ko uzasimbuka ute urubanza rw'Imana?

4Cyangwa se waba usuzugura impuhwe zayo zitabarika, ubwihangane n'ubugwaneza bwayo, ukirengagiza ko ubuntu bwayo bukureshya ngo wicuze?

5Noneho rero, kuko wanangiye umutima wawe ukanga kwicuza, urihunikira uburakari bwa wa munsi w'uburakari Imana izahishura ko ica imanza zitabera,

6Yo izitura buri wese ikurikije ibikorwa bye

:

7ubugingo bw'iteka ku batacogoye mu gukora ikiri cyiza bashakashaka ikuzo, icyubahiro n'ukutazapfa ;

8naho uburakari n'umujinya ku bivumbuye, ntibumve ukuri, bakayoboka inabi.

9Impagarara n'ishavu birakokama buri mutima w'umuntu ukora ikibi, uhereye ku Muyahudi ukageza ku Mugereki;

10naho ikuzo, icyubahiro n'amahoro kuri buri wese ukora icyiza, uhereye ku Muyahudi ukageza ku Mugereki.

11Kuko Imana itareba igihagararo cy'abantu.

12Koko rero, abazaba baracumuye nta mategeko, bazorama nta mategeko ; naho abazaba baracumuye bazi amategeko, bazacirwa urubanza hakurikijwe amategeko.

13Kuko abumva amategeko atari bo ntungane ku Mana, ahubwo abakurikiza amategeko ni bo bazagirwa intungane.

14Iyo abanyamahanga bakora ku bwa kamere ibihuje n'amategeko, kandi nyamara batagira amategeko, bibera ubwabo amategeko, bo badafite amategeko.

15Bagaragaza batyo ko icyo amategeko agamije cyanditswe mu mitima yabo. N'umutimanama wabo na wo ni intangamugabo hamwe n'imitima ibarwanamo, imwe ishinja, indi irengera.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16Nk'uko nabivuze mu Nkuru Nziza yanjye, bizagaragara umunsi Imana izakoresha Yezu Kristu, Imana igacira urubanza ibyo abantu bahishahisha bakora rwihishwa.

### Israheli ntiyumvira

17Wowe rero witwa Umuyahudi, ukitwaza amategeko, ukiratana Imana,

18wowe uzi kandi ugushaka kwayo, ukamenya guhitamo ikiruta ibindi kuko wigishijwe n'amategeko,

19wowe wiyemera ngo ni wowe warandata impumyi, wamurikira abari mu mwijima,

20wahugura injiji, wakwigisha abana, ngo kuko wasanze mu mategeko hakubiyemo ubumenyi n'ukuri...

21Ko wigisha abandi, ntiwiyigishe ubwawe; ko ubwiriza kutiba, nyamara ukiba ;

22ko ubuza gusambana, ugasambana; ko uzira ibigirwamana, kandi ugasahura amasengero yabyo ;

23ko wiratana amategeko, ariko ugasuzuguza Imana urenga ku mategeko,

24nk'uko byanditswe ngo: *«Izina ry'Imana bararituka mu mahanga ku mpamvu yanyu »*.

25Koko kuba waragenywe byagira akamaro ukurikije amategeko, naho niba ugomera amategeko, ukugenywa kwawe kwabaye ukutagenywa.

26Niba se utagenywe akurikije ibitunganiye amategeko, nta bwo se ukuba atagenywe bizaba bihwanye n'ukugenywa?

27Ndetse utagenywe umubiri, ariko agakurikiza amategeko, azagucira urubanza, wowe uzaba warenze ku mategeko witwaje ibyanditswe n'ukugenywa.

28Kuko Umuyahudi ntumubwirwa n'ibigaragara, n'ukugenywa si uko ku mubiri ahagaragara ;

29ahubwo Umuyahudi nyakuri ni uri we muri kami ye, n'ukugenywa nyakuri ni uk'umutima muri roho bitari mu nyandiko. Uwo ntakura ishimwe rye ku bantu, ahubwo ku Mana.

## Abanyaroma 3

### Abantu bose baracumura

1Umuyahudi arusha iki abandi? Ukugenywa bimaze iki?

2Bifite akamaro kanini kandi ku buryo bwose. Mbere na mbere kuko ari bo baragijwe amagambo y'Imana.

3Bite rero? Niba bamwe muri bo barahemutse, ubuhemu bwabo bwahindura ubusa ubudahemuka bw'Imana?

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Ntibikabeho! Imana irabe imvugakuri, naho umuntu wese abe umubeshyi, nk'uko byanditswe ngo *«Urabe intungane mu magambo yawe, uzatsinde nushyirwa mu rubanza.»*

5Ariko se niba inabi yacu igaragaza ubutungane bw'Imana, tuvuge ngo iki? Mbese Imana ntirenganya, Yo ihanira ko yarakaye?

6Ndavuga ku buryo bw'abantu. Ntibikabe! Naho ubundi se, Imana yazacira ite isi urubanza?

7Nyamara se, niba ukuri kw'Imana kurushaho kugaragara ku mpamvu y'ikinyoma cyanjye, maze Imana igahabwa ikuzo, ni uruhe rubanza rwampamya kuba umunyabyaha ?

8Kandi ni iki kitubuza gukora ibibi ngo bibyare ibyiza, nk'uko batubeshyera bavuga ko ari yo nyigisho yacu ? Abo ngabo bazacirwa urubanza rubakwiriye.

9Bite rero ? Hari icyo turusha abandi se ? Habe na mba ! Dore tumaze guhamya bose icyaha, ari Abayahudi, ari Abagereki,

10nk'uko byanditswe ngo *«Nta ntungane wabona, habe n'imwe,*

11*nta we uzi ubwenge, nta we ushaka Imana.*

12*Bose barayobye, babereye ibigoryi icyarimwe, nta n'umwe ukora icyiza, habe n'umwe.*

13*Umuhogo wabo ni imva irangaye, indimi zabo zisuka ibinyoma. Iminwa yabo ijunditse ubumara nk'ubw'impiri,*

14*akanwa kabo kuzuyemo imivumo n'amagambo asesereza.*

15*Ibirenge byabo byihutira kumena amaraso,*

16*amatongo n'imiborogo ni byo biranga aho banyuze.*

17*Ntibazi inzira y'amahoro,*

18*nta gitinyiro cy'Imana mu maso yabo.*

19Nyamara tuzi ko ibyo amategeko avuze byose, bibwirwa abagengwa n'amategeko kugira ngo akanwa kose kazibe, maze isi yose yemezwe kuba yaragomeye Imana.

20Ni yo mpamvu nta n'umwe uzagirwa intungane mu maso yayo n'uko yubahiriza amategeko, kuko amategeko afasha gusa kumenya icyaha.

### Ubutungane buturuka ku kwemera

21Ubu ngubu ariko ubutungane bw'Imana bwarahishuwe hatagombye amategeko; intangamugabo ni amategeko n'abahanuzi.

22Ni ubutungane bw'Imana butangwa no kwemera Yezu Kristu, bukaba bugenewe abemera bose nta vangura.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

23Kuko bose bagomye, bakivutsa ikuzo ry'Imana.

24Ariko bahabwa kuba intunganen'ineza yayo ku buntu, babikesha gucungurwa na Kristu Yezu.

25Ni We Imana yagize intangacyiru mu maraso ye ku bw'ukwemera, kugira ngo igaragaze ubutungane bwayo, Yo yarenze ku byaha bya kera,

26mu gihe yabyihanganiraga. Ubu ngubu rero igaragaza ubutungane bwayo kugira ngo ibe intungane, kandi ihe kuba intungane ugengwa no kwemera Yezu.

27Wa mwirato ushingiye he se noneho? Warashize. Uzize irihe teka? Iryo kubahiriza amategeko? Oya! Ahubwo itegeko ry'ukwemera.

28Koko rero, turahamya ko umuntu ahabwa kuba intungane n'ukwemera hatagombye ibikorwa by'amategeko.

29Mbese Imana yaba iy'Abayahudi bonyine? Nta bwo se ari n'iy'abanyamahanga? Yego, ni n'iy'abanyamahanga.

30Ubwo ari Imana imwe, izaha uwagenywe kuba intungane abikesha ukwemera, n'utagenywe na we abikesha ukwemera.

31Ubwo se turambura amategeko agaciro kayo tuvuga ukwemera? Ntibikabe! Ahubwo tuyahaye ishingiro.

## Abanyaroma 4

### Ukwemera kwa Abrahamu

1Twavuga iki ku mukurambere wacu Abrahamu? Hari icyo yaba yararonse ku bw'umubiri?

2Niba Abrahamu yarabaye intungane abikesheje ibyo yakoze, akwiriye kubyirata, usibye imbere y'Imana.

3None se ibyanditswe bivuga iki? Ngo *«Abrahamu yemera Uhoraho, bituma aba intungane.»*

4Umuntu kandi ukoze umurimo, igihembo ntagihabwa ku buntu, ahubwo barakimugomba.

5Naho utagize icyo akora, ariko akemera uha umunyabyaha kuba intungane, uko kwemera kwe kuzamuha ubutungane.

6Nk'uko Dawudi avuga amahirwe y'umuntu Imana iha kuba intungane kandi nta bikorwa, ati

7*«Hahirwa abababariwe ibicumuro, maze ibyaha byabo bikarenzwaho.*

8*Hahirwa umuntu Nyagasani adashinja icyaha.»*

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9 Mbese ayo mahirwe ni ay'abagenywe bonyine cyangwa ni n'ay'abatagenywe? Tuvuga ko *«ukwemera kwahaye Abrahamu kuba intungane.»*

10 Kwabimuhaye buryo ki? Mbere cyangwa nyuma yo kugenywa? Si nyuma, ahubwo ni mbere yo kugenywa.

11 Nyuma ukugenywa yaguhaweho ikimenyetso, irango ry'ubutungane akesha ukwemera yagize ataragenywa, kugira ngo abe umubyeyi w'abemera bose batagenywe, ngo bahabwe kuba intungane,

12 n'umubyeyi kandi w'abagenywe, batari abangenywe bonyine, ahubwo n'abashyira ikirenge mu cya Abrahamu bakurikiza ukwemera yari afite ataragenywa.

13 Koko rero,nta bwo ari amategeko yatumye Abrahamu cyangwa urubyaro rwe basezeranywa guhabwa isi yose ho umurage,ahubwo ni ubutungane butangwa n'ukwemera.

14 Kuko niba abiringiye amategeko ari bo ngenerwamurage,ukwemera kwaba nta mumaro,n'isezerano rikaba risheshwe.

15 Kuko amategeko akurura uburakari.Ariko ahataba amategeko,nta we ucumura.

16 Ni yo mpamvu,ari ku bw'ukwemera isezerano ryabaye ihame,ritangwa ku buntu,rigenerwa urubyaro rwose,atari abishingikirije amategeko bonyine,ahubwo ndetse n'abishingikirije ukwemera kwa Abrahamu,we mubyeyi wacu twese,

17 nk'uko byanditswe ngo *«Nakugize sekuru w'amahanga menshi.»* Yemeye Imana, Yo isubiza ubuzima abapfuye, igaha kubaho ibitariho.

18 Yizeye ibidashoboka nyamara aremera, maze aba atyo umubyeyi w'amahanga menshi bikurikije rya jambo ngo *«Dore uko urubyaro rwawe ruzangana.»*

19 Ntiyigeze acogora mu kwemera areba umubiri we washaje — yakabakabaga imyaka ijana — n'inda ya Sara yumiranye, kuko urupfu rwari rwarabatashye bombi.

20 Ntiyabura ubwizere ngo ashidikanye isezerano ry'Imana, ahubwo akomezwa n'ukwemera maze yiragiza ikuzo ry'Imana.

21 Yiyemeza rwose ko ishobora kuzuza icyo yasezeranye.

22 Ni yo mpamvu ibyo byatumye agirwa intungane.

23 Nyamara si we wenyine byandikiwe ko ukwemera kugeza ku butungane;

24 natwe ni uko bizamera, twe twemera Uwazutse mu bapfuye, Yezu umwami wacu,

25 watangiwe ibyaha byacu, akazukira kutugira intungane.

## Abanyaroma 5

### Kristu yarokoye muntu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1Ubwo rero twagizwe intungane n'ukwemera, dufite amahoro ku Mana, muri Yezu Kristu Umwami wacu.

2Ku bwe twashyikiriye, mu kwemera, iyi neza tuganjemo, none twiratira gutegereza ikuzo ry'Imana.

3Si ibyo byonyine, twiratana ndetse n'ibitotezo, kuko tuzi ko ibitotezo bitera kwihangana,

4ukwihangana kugatera kudahemuka, ukudahemuka na ko kugatera kwizera,

5ukwizera ntigutamaze, kuko urukundo rw'Imana rwabuganijwe mu mitima yacu na Roho Mutagatifu twahawe.

6Koko rero igihe twari tugifite intege nke, Kristu yapfiriye abanyabyaha ku munsi wagenwe.

7Birakomeye ko hagira upfira intungane; sinzi niba hagira uwemera gupfira inyangamugayo.

8Imana rero yerekanye urukundo idufitiye kuko Kristu yadupfiriye kandi twari abanyabyaha.

9None ubwo twagizwe intungane n'amaraso ye, tuzarokorwa na We uburakari ku buryo busumbijeho.

10Koko rero, niba twariyunze n'Imana mu rupfu rw'Umwana wayo kandi nyamara twari abanzi, ubwo twiyunze, tuzarokorwa mu buzima bwe ku buryo busumbijeho.

11Si n'ibyo ngibyo gusa: twishimiye Imana muri Yezu Kristu Umwami wacu, ari We ubu ngubu wadufashije kwiyunga.

### Adamu na Yezu Kristu

12Nk'uko icyaha cyadutse mu nsi gikuruwe n'umuntu umwe, kandi n'urupfu rukuruwe n'icyaha, bityo urupfu rucengera abantu bose, kuko bose bacumuye..

.

13Koko rero na mbere y'uko amategeko atangazwa, icyaha cyariho mu nsi, n'ubwo nta we cyahama iyo nta mategeko ariho.

14Nyamara urupfu rwaraganje kuva kuri Adamu kugera kuri Musa, ndetse no ku batakoze icyaha kingana n'icya Adamu, ari we washushanyaga Uwari ugiye kuzaza.

15Ariko ineza ntigira ihuriro n'icyaha. Koko rero n'ubwo abenshi bapfuye bazize icyaha cy'umuntu umwe, ineza y'Imana n'ingabire y'ubuntu bw'umwe, Yezu Kristu, zasesekaye kuri benshi ku buryo busumbijeho.

16Kandi rero ingabire ntiyagereranywa n'icyaha cy'umwe: kuko icyaha cy'umwe cyaciriwe urubanza rwo gucibwa, naho impuhwe zigiriwe ibyaha byinshi, zigeza ku

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

butungane.

17Niba koko urupfu rwaraganje rutewe n'umuntu umwe, rutewe n'icyaha cy'umuntu umwe, ku buryo busumbijeho abahabwa ineza n'ingabire zitabarika z'ubutungane, bazaganza mu bugingo babikesha umuntu umwe, Yezu Kristu.

18Bityo rero, nk'uko icyaha cy'umwe cyatumye abantu bose bacibwa, ni ko n'igikorwa cy'ubutungane bw'umuntu umwe kizatuma abantu bose bahabwa ubutungane butanga ubugingo.

19Koko rero, nk'uko ukutumvira k'umuntu umwe kwatumye benshi icyaha kibahama, ni ko n'ukumvira k'umwe kuzatuma benshi baba intungane.

20Amategeko yaje agwiza icyaha, ariko aho icyaha cyakwiriye, ineza yarushijeho kuhasendera

21kugira ngo, nk'uko icyaha cyari cyaraganje mu rupfu, n'ineza izaganze mu butungane butanga ubugingo bw'iteka muri Yezu Kristu umwami wacu.

## Abanyaroma 6

### Gupfa muri Kristu no kubaho muri We

1Twabivugaho iki rero? Twigumire mu cyaha se ngo ineza ikunde igwire?

2Ntibikabeho! Ko twebwe twapfuye ku cyaha, twakomeza dute kubaho muri cyo?

3Ntimuzi se ko twebwe twese ababatijwe muri Kristu Yezu, ari mu rupfu rwe twabatirijwemo?

4Koko rero ku bwa batisimu twahambanywe na we mu rupfu rwe kugira ngo, uko Kristu yazuwe mu bapfuye n'ikuzo rya Data, bityo natwe tugendere mu bugingo bushya.

5Niba koko twarabaye umwe na We dusangira urupfu rwe, ni ko bizagenda no mu izuka.

6Tumenye neza ko muntu w'igisazira twari we kera yabambanywe na We, kugira ngo umubiri w'icyaha utsiratsizwe, bityo twoye kuzongera ukundi kuba abagaragu b'icyaha.

7Kuko upfuye, aba ahanaguweho icyaha.

8Niba rero twarapfanye na Kristu, twemera ko nanone tuzabaho hamwe na We.

9Tuzi ko Kristu yazutse mu bapfuye akaba atazongera gupfa ukundi, urupfu rukaba rutakimufiteho ububasha.

10Kuko igihe apfuye, yapfuye ku cyaha rimwe rizima; naho kuba ariho, abereyeho Imana.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11Bityo namwe mumenye ko ubwanyu mwapfuye ku cyaha mukaba mubereyeho Imana muri Kristu Yezu.

12Icyaha rero nticyongere kugenga umubiri wanyu uzapfa ngo gitume mwumvira irari ryawo.

13Kandi imibiri yanyu ntimukayegurire icyaha ngo ibe intwaro z'ukugira nabi, ahubwo nimugandukire Imana nk'abazima bavuye mu bapfu, imibiri yanyu muyegurire Imana ibe intwaro z'ubutungane.

14Koko rero icyaha ntikikibafiteho ububasha, kuko mutakigengwa n'amategeko, ahubwo mugengwa n'ineza.

### Guharanira ubutungane

15Bite rero? Tuzacumure se ngo aha ntitukigengwa n'amategeko, tugengwa n'ineza? Oya ntibikabe!

16Mbese ntimuzi ko uwo mwiyeguriye mukamubera abagaragu bamwumvira, muba mumubereye koko abagaragu bagomba kumwumvira, cyaba icyaha gishyira urupfu, kwaba ukumvira gutanga ubutungane?

17Imana ishimwe kuko mwahoze muri abagaragu b'icyaha none mukaba mwarayobotse mubikuye ku mutima inyigisho mwaragijwe.

18Mwarokowe ubucakara bw'icyaha, muhinduka abagaragu b'ubutungane.

19Ndavuga ku buryo bw'abantu mbitewe n'intege nke zanyu. Ubwo mwari mwareguriye imibiri yanyu gukora ibiterasoni n'ubwigomeke, noneho rero nimuyegurire ubutungane butanga ubutagatifu.

20Koko rero, igihe mwari abagaragu b'icyaha, ntimwagengwaga n'ubutungane.

21Mbese byabunguye iki icyo gihe? Ko ahubwo ubu ngubu bibateye isoni, kuko amaherezo yabyo ari urupfu.

22Ariko ubu ngubu, kuva aho mugobotorewe icyaha, mukaba abagaragu b'Imana, mweze imbuto zigeza ku butagatifu, amaherezo akazaba ubugingo bw'iteka.

23Nuko rero ingaruka y'icyaha ni urupfu, naho ingabire y'Imana ni ubugingo bw'iteka muri Kristu Yezu Umwami wacu.

## Abanyaroma 7

### Umukristu yakize amategeko

1Bavandimwe muyobewe se ko umuntu agengwa n'amategeko igihe cyose akiriho? (Ndabwira abahanga mu mategeko).

2Umugore wubatse, itegeko rimuhambira ku mugabo igihe akiriho; iyo umugabo apfuye, umugore aba abohowe itegeko ry'umugabo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Ni yo mpamvu yitwa umusambanyi iyo ari ku wundi mugabo kandi uwe akiriho; ariko iyo umugabo apfuye, aba abohowe itegeko ku buryo ataba akiswe umusambanyi iyo acyuwe n'undi mugabo.

4Namwe rero, bavandimwe, mwarapfuye ku byerekeye amategeko mubikesheje umubiri wa Kristu ngo mube ab'undi, ari We wazutse mu bapfuye, kugira ngo turumbukire Imana imbuto.

5Koko rero, igihe twari mu cyaha, irari ryacyo ryaduteraga kwera imbuto z'urupfu, ryishingikirije itegeko.

6Naho ubu ngubu, twapfuye ku byerekeye itegeko, tugobotorwa n'ibyo ryatuboheshaga ku buryo tugengwa na roho nshya, aho kugengwa n'inyandiko ishaje.

### Akamaro k'itegeko

7Twavuga iki rero? Ko amategeko ari yo cyaha? Oya ntibikabe! Ariko sinari kumenya icyaha ntabihawe n'amategeko. Simba naramenye irari iyo amategeko atavuga ngo *«Ntuzararikire ikibi.»*

8Nyamara icyaha cyitwaje itegeko, kintera icyitwa irari cyose. Nuko rero hatabayeho amategeko, icyaha nticyabaho.

9Kera, amategeko atarabaho, nari muzima. Aho itegeko rihingukiye, icyaha kirabaduka,

10nuko jyewe ndapfa, nsanga itegeko rinkururira urupfu kandi ubundi ryaragenewe gutanga ubuzima.

11Koko icyaha cyitwaje itegeko, kiranyoshya kirinyiciramo.

12Bityo rero, amategeko ni matagatifu, ndetse itegeko ryose ni ritagatifu, riratunganye kandi ni ryiza.

### Muntu ashikamiwe n'icyaha

13Mbese noneho icyo cyiza kibe cyarambereye urupfu? Oya ntibikabeho! Ahubwo ni icyaha, kugira ngo cyigaragaze ko ari icyaha koko: kuko cyitwaje icyiza maze kinkururira urupfu, kugira ngo kandi cyerekane ububi bwacyo bwose bitewe n'itegeko.

14Tuzi neza ko amategeko aturuka kuri Roho; jyewe ariko ndi umunyamubiri , naraguzwe mba umucakara w'icyaha.

15Koko rero sinumva ibyo nkora: icyo nshaka gukora, si cyo nkora, ahubwo ndetse icyo ndashaka, ngicyo icyo nkora.

16Ubwo noneho rero nkora icyo ndashaka, mpuje n'amategeko kandi nkemera ko ari meza.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17Ubwo rero si jyewe ukora ibyo, ahubwo ni icyaha cyaritse muri jye.

18Koko kandi nzi neza ko icyiza kitandimo, kubera intege nke z'umubiri wanjye. Nshobora kwifuza icyiza, ariko kugikora bikananira.

19Kuko icyiza nifuza ntagikora, naho ikibi ndashaka akaba ari cyo nkora.

20Niba rero icyo ndashaka ari cyo nkora, ntibikibaye jyewe ugikora ahubwo ni icyaha gituye muri jye.

21Jyewe ushaka gukora icyiza, nsanga hari iri tegeko ko ikibi ari cyo kimbangukira.

22Nishimira amategeko y'Imana mu mutima wanjye,

23nyamara nkabona irindi tegeko muri jyewe rirwanya itegeko ry'umutima wanjye, ku buryo ndi imbohe y'itegeko ry'icyaha rindimo.

24Mbega ngo ndaba umunyabyago! Ni nde uzankiza uyu mubiri wagenewe gupfa?

25Imana ishimwe muri Yezu Kristu Umwami wacu! Naho ubundi jyewe ndasanga ndi umugaragu w'itegeko ry'Imana ku bw'umutima, n'uw'itegeko ry'icyaha ku bw'umubiri.

## Abanyaroma 8

### Ubuzima bushya muri Roho

1Ubu ngubu noneho abari muri Kristu Yezu ntibagiciwe.

2Kuko itegeko rya Roho utanga ubugingo muri Kristu Yezu ryaturokoye itegeko ry'icyaha n'urupfu.

3Koko rero, ikitashobokeraga amategeko kuko intege nke z'umubiri zayacogozaga, Imana yaragishoboye: igihe yohereje Umwana wayo mu mubiri usa n'uw'icyaha ngo abe igitambo cy'icyaha, yagitsindiye mu mubiri,

4kugira ngo ubutungane bushakwa n'amategeko budusenderezwemo, twebwe abatagengwa n'ibitekerezo by'umubiri ahubwo na roho.

5Koko rero abagengwa n'umubiri bita ku by'umubiri; naho abagengwa na roho, bo bita ku bya roho.

6Irari ry'umubiri rishyira urupfu, naho ibyifuzo bya roho bigashyira ubugingo n'amahoro.

7Kuko irari ry'umubiri rirwanya Imana: nta bwo ryayoboka amategeko y'Imana, ntiryanabishobora.

8N'abagengwa n'umubiri ntibashobora kunyura Imana.

9Mwebwe ariko, ntimugengwa n'umubiri, ahubwo mugengwa na roho, kuko Roho

w'Imana atuye muri mwe. Umuntu udafite Roho wa Kristu, uwo ntaba ari uwe.

10 Niba Kristu ari muri mwe, umubiri wanyu wo ugomba gupfa ku mpamvu y'icyaha,
ariko mubeshejweho na Roho ku mpamvu y'ubutungane.

11 Niba kandi Roho y'Uwazuye Kristu Yezu mu bapfuye abatuyemo, Uwazuye Kristu
Yezu mu bapfuye azabeshaho imibiri yanyu igenewe gupfa ku bwa Roho we utuye
muri mwe.

12 None rero, bavandimwe, turimo umwenda, ariko si uw'umubiri byatuma tugomba
kubaho tugengwa n'umubiri.

13 Kuko nimubaho mugengwa n'umubiri, muzapfa; ariko niba ku bwa roho, mucitse
ku bikorwa by'umubiri, muzabaho.

14 Abayoborwa na Roho w'Imana, abo ni bo bana b'Imana.

15 Kandi rero ntimwahawe roho y'ubucakara ibasubiza nanone mu bwoba, ahubwo
mwahawe roho ibagira abana bishingiwe kibyeyi, igatuma dutera hejuru tuti «Abba!
Data !»

16 Roho uwo nyine afatanya na roho yacu guhamya ko turi abana b'Imana.

17 Kandi ubwo turi abana, turi n'abagenerwamurage; abagenerwamurage b'Imana,
bityo n'abasangiramurage ba Kristu niba ariko tubabarana na We ngo tuzahabwe
ikuzo hamwe na We.

### Ikuzo dutegereje

18 Koko rero nsanga amagorwa y'igihe cy'ubu ngubu atagereranywa n'ikuzo
rizatugaragarizwamo.

19 Ndetse n'ibiremwa byose birarekereje ngo birebe igaragazwa ry'abana b'Imana:

20 n'ubwo ibyo biremwa bitagifite agaciro, atari ku bushake bwabyo, ahubwo ku
bw'Uwabigennye atyo, biracyafite amizero.

21 Kuko n'ibyaremwe ubwabyo bizagobotorwa ingoyi y'ubushanguke maze
bigasangira ubwigenge n'ikuzo by'abana b'Imana.

22 Tuzi neza ko na n'ubu ibiremwa byose binihira icyarimwe, nk'ibiri mu mibabaro
yo kuramukwa.

23 Nyamara si byo byonyine, ndetse natwe abahawe Roho Mutagatifu ho umuganura,
turaganyira mu mutima, dutegereje kugirwa abana b'Imana, ugucungurwa
kw'imibiri yacu.

24 Koko rero twarakijijwe mu bwizere; nyamara kureba ibyo wizeraga, ntibiba bikiri
ukwizera. Iyo umuntu yirebera, aba acyizeye iki kindi?

25 Niba rero twizeye icyo tutareba ubu ngubu, twihanganiye kugitegereza.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

26Bityo, ni ko na Roho atabara intege nke zacu, kuko tutazi icyo twasaba uko bikwiye, maze Roho ubwe akadutakambira mu miniho irenze imivugirwe.

27Kandi Nyirugusuzuma imitima akaba azi icyo Roho yifuza, kuko atakambira abatagatifujwe ku buryo buhuje n'Imana.

28Tuzi kandi ko byose bihira abakunda Imana, ari bo yihamagariye ku bwende bwayo.

29Abo yamenye kuva kera, yanabageneye guhabwa isura y'Umwana wayo ngo abe umuvukambere mu bavandimwe benshi.

30Abo yabigeneye kandi, abo ngabo yarabahamagaye; abo yahamagaye kandi, abo ngabo yabahaye kuba intungane; abo yahaye kuba intungane, abo ngabo yanabahaye ikuzo.

### Turirimbe urukundo rw'Imana

31Ibi twabyongeraho iki? Niba Imana turi kumwe, ni nde waduhangara?

32Yo itimanye ndetse n'Umwana wayo, ahubwo ikamudutangira twese, yabura ite kandi kutugabira byose kumwe na We?

33Ni nde wagira icyo ashinja intore z'Imana? Ko Imana iziha kuba intungane.

34Ni nde uzazicira urubanza? Ko Kristu Yezu yapfuye, ndetse ko yazutse, We uri iburyo bw'Imana, akaba anadutakambira.

35Ni iki cyadutandukanya n'urukundo rwa Kristu? Ibyago se, agahinda se, ibitotezo se, inzara se, ubukene se, imitego se, cyangwa inkota?

36Nk'uko byanditswe ngo *«Ku mpamvu yawe, baratwica umusubizo; batugize intama z'imbagwa.»*

37Nyamara muri ibyo byose tugatsinda kakahava, tubikesha Uwadukunze.

38Koko rero simbishidikanya: ari urupfu, ari ubugingo, ari abamalayika, ari ibinyabubasha, ari iby'ubu, ari ibizaza, ari ibinyamaboko,

39ari iby'ejuru, ari iby'ikuzimu, ari n'ikindi kiremwa cyose, nta na kimwe kizashobora kudutandukanya n'urukundo Imana idukunda muri Kristu Yezu Umwami wacu.

## Abanyaroma 9

### Uko Israheli yatowe n'uko yacumuye

1Ndavuga ukuri muri Kristu rwose simbeshya: icyemezo ndagitangana umutimanama wanjye muri Roho Mutagatifu.

2Mfite agahinda kenshi n'intimba inshengura umutima ubutitsa.

3Koko rero nakwiyifuriza kuba ikivume jyewe ubwanjye ngatandukana na Kristu,


© 2012, Bible Society of Rwanda.

nigurana abavandimwe banjye dusangiye ubwoko ku bw'umubiri,

4ari bo Abayisraheli. Ni bo batowe, bahabwa ikuzo n'amasezerano, amategeko, imihango n'ubuhanuzi.

5Abasekuruza babo ni bo Kristu akomokaho ku bw'umubiri, We usumba byose, Imana isingizwa iteka ryose. Amen.

6Nyamara ariko ijambo ry'Imana ntiryapfuye ubusa. Koko rero abakomoka kuri Israheli, si ko bose ari Israheli y'ukuri.

7No kuba inkomoko ya Abrahamu, si byo kuba bose ari abana be. Ahubwo *«Abakomoka kuri Izaki ni bo bazitwa abawe.»*

8Ari byo kuvuga ko kuba abana be ku bw'umubiri, atari byo kuba abana b'Imana, ahubwo abana b'isezerano ni bo babarwa mu rubyaro.

9Ngiri rero ijambo ry'isezerano *«Igihe nk'iki nzahindukira, kandi Sara azabyara umuhungu.»*

10Si n'ibyo gusa. Hari na Rebeka wasamye inda imwe kuri Izaki, umubyeyi wacu.

11Igihe abana bataravuka, nta cyiza cyangwa ikibi barakora, kugira ngo umugambi w'Imana ukomeze ushingire ku butore,

12atari ku bikorwa, ahubwo kuri Nyiruguhitamo, yarabwiwe ngo *«Gakuru azaba umugaragu wa Gatoya »,*

13nk'uko byanditswe ngo «Nikundiye Yakobo, maze ndeka Ezawu.»

14Twabivugaho iki rero? Ko Imana ibera? Oya, ntibikabeho.

15Yabwiye Musa iti *«Nzagirira ineza uwo nzashaka kuyigirira, nzagirire impuhwe uwo nzashaka kuzigirira.»*

16Nuko rero, si iby'umwete cyangwa ubushake by'umuntu, ahubwo ni iby'Imana igira impuhwe.

17Kuko Ibyanditswe bibwira Farawo biti *«Dore icyatumye ngushyiraho, kwari ukugira ngo nzakwerekanireho ububasha bwanjye maze izina ryanjye ribe ikirangirire ku isi yose.»*

18Nuko rero Imana ibabarira uwo ishaka, ikanangira umutima w'uwo ishaka.

### Imana ntishyirwaho agahato

19Ubwo rero wagira uti «Imana iracyadushakaho iki?» Mbese ni nde warwanya ugushaka kwayo?

20Mbe muntu, uri nde wo gushyogoranya n'Imana? Mbese ikintu cy'ikibumbano cyabwira uwakibumbye ngo «Kuki wankoze utya?»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

21Mbese umububumbyi ntashobora kuvana mu ibumba rimwe igikoresho cy'agaciro n'igikoresho gisanzwe?

22Bityo rero Imana yashatse kwerekana uburakari bwayo no kugaragaza ububasha bwayo. Yihanganiye bihagije ibibumbano bibi byari bikwiriye kujanjagurwa.

23Ibyo kwari ukugira ngo ibibumbano bikwiriye impuhwe byateganyirijwe ikuzo, ibigaragarize uburumbuke bw'ikuzo ryayo bwite:

24ibyo bibumbano ni twebwe yahamagaye tutavuye mu Bayahudi gusa, ahubwo ndetse no mu Banyamahanga.

25Nk'uko yabivuze muri Hozeya ati*«Umuryango utari uwanjye nzawita umuryango wanjye, utari inkundwakazi nzamwita inkundwakazi;*

26*kandi ahantu babwiriwe ngo ntimuri umuryango wanjye, ni ho bazitirwa abana b'Imana Nyir'ubugingo.»*

27Izayi na we yavuze ibyerekeye Israheli ati *«Naho umubare w'abana ba Israheli wangana n'umusenyi wo ku nyanja, agasigisigi konyine ni ko kazarokoka,*

28*kuko Nyagasani azasohoza ijambo rye ku isi, ku buryo bunonosoye kandi adatindiganyije.»*

29Ni nk'uko kandi Izayi yabihanuye ati *«Iyo Nyagasani Umutegetsi w'ingabo atatuzigamira imbuto, tuba twarabaye nka Sodoma, tukagereranywa na Gomora.»*

30Twabivugaho iki? Ko abanyamahanga batashakashakaga ubutungane babushyikiriye, ubutungane ariko bukomoka ku kwemera,

31naho Israheli yashakaga itegeko ritanga ubutungane, ntiyarishyikira.

32Ni ku mpamvu ki rero? Ni uko itashakiye ubutungane ku kwemera, ahubwo mu bikorwa. Batsitaye ku ibuye ry'ubutsikire

33nk'uko byanditswe ngo *«Dore nshyize muri Siyoni ibuye ry'ubutsikire n'urutare rugusha, ariko uzemera akarushingaho ibirindiro ntazakorwa n'isoni.»*

## Abanyaroma 10

### Abayahudi n'abanyamahanga bahuriye kuri Nyagasani

1Bavandimwe, icyo umutima wanjye wifuza n'icyo nsaba Imana ni uko barokoka.

2Ndahamya rwose ko bafitiye Imana ishyaka, ariko nta bushishozi,

3kuko bayobewe ubutungane buturuka ku Mana, bashaka gushyiraho ubwabo bwite, ntibayoboka ubutungane bw'Imana.

4Kuko amategeko agarukira kuri Kristu, kugira ngo uwemera wese ahabwe kuba intungane.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Koko rero Musa yanditse ko ubutungane buturuka ku mategeko, kandi ko umuntu uzayubahiriza, azabeshwaho na yo.

6Naho ubutungane buturuka ku kwemera bwo bukavuga buti *«Ntukavuge mu mutima wawe ngo 'Ni nde uzazamuka mu ijuru?'»* ari byo kuvuga kumanurayo Kristu,

7cyangwa ngo *«Ni nde uzamanuka ikuzimu?»* ari byo kuvuga kuzamura Kristu mu bapfuye.

8Ni ukuvuga iki se ahubwo? *«Ijambo rikuri bugufi cyane, riri mu kanwa kawe no mu mutima wawe.»* Iryo jambo ni iry'ukwemera twamamaza.

9Kuko niba wamamarisha umunwa wawe ko Kristu ari Nyagasani kandi ukemera mu mutima wawe ko Imana yamuzuye mu bapfuye, uzarokorwa.

10Nuko rero umuntu yemera n'umutima bikamuha ubutungane, yakwamamarisha umunwa bikamuha uburokorwe.

11Kuko Ibyanditswe bivuga ngo *«Umwemera wese ntazakozwa isoni.»*

12Nta tandukanyirizo rero hagati y'Umuyahudi n'Umugereki: Nyagasani ni umwe kuri bose, akungahaza abamwambaza bose.

13Kuko *«umuntu wese uzambaza izina rya Nyagasani, azarokorwa.»*

14Bakwiyambaza bate rero Uwo bataremera? Bakwemera bate se Uwo batarumva? Bamwumva bate ntawamwamamaje?

15Bamwamamaza bate niba batatumwe? Nk'uko byanditswe ngo *«Mbega ngo biraba byiza ibirenge by'abogeza inkuru nziza !»*

16Nyamara si ko bose bumviye Inkuru Nziza. Koko rero Izayi yaravuze ati *«Nyagasani, ni nde wemeye inyigisho zacu ?»*

17Bityo rero, ukwemera gushingira ku nyigisho, inyigisho na yo ku ijambo rya Kristu.

18Reka nanjye mbaze: mbese ntibumvise? Barumvise. Ahubwo ndetse ngo *«Ijwi ryabo ryakwiriye isi yose, n'ijambo ryabo rigera ku mpera z'isi.»*

19Nongere mbaze: mbese Israheli yaba itarasobanukiwe? Musa ni we wabanje kuvuga ati *«Nzabaharika ikitari umuryango muterwe ishyari n'ihanga ritagira ubwenge.»*

20Izayi we ntatinya kuvuga ati *«Nabonywe n'abatanshakashakaga, nigaragariza abatambaririzaga »;*

21naho Israheli akayibwira ati *«Nirije umunsi ntegeye amaboko umuryango utanyumvira, wigometse.»*

## Abanyaroma 11

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Imana ntiyaciye Israheli buheriheri

1Reka mbaze rero: mbese Imana yaba yaraciye umuryango wayo? Oya ntibikabe! Nanjye ndi Umuyisraheli wo mu rubyaro rwa Abrahamu, mu nzu ya Benyamini.

2Nta bwo Imana yaciye umuryango wayo kandi ari wo yari yaratoye. Cyangwa se ntimuzi icyo Ibyanditswe bivuga aho Eliya arega Israheli ku Mana, agira ati

3*«Nyagasani, bishe abahanuzi bawe, basenya intambiro zawe, none nsigaye ndi jyenyine kandi nanjye barahigira amagara yanjye!»*

4Mbese Imana imusubiza iki? *«Nsigaranye abantu ibihumbi birindwi batapfukamiye Behali.»*

5Bityo rero no muri ibi bihe, hari agasigisigi katoranijwe ku buntu.

6Ubwo rero ari ku buntu, ntibikiri ku bw'ibikorwa, naho ubundi ubuntu ntibwaba bukiri bwo.

7Bite rero? Ko icyo Israheli yashakashakaga itagishyikiriye! Nyamara abatowe bo baragishyikiriye, naho abandi baranangira,

8nk'uko byanditswe ngo *«Imana yabahaye umutima uhumye, n'amaso atabona, n'amatwi atumva, kugeza na n'ubu.»*

9Na Dawudi aravuga ati*«Ameza yabo arakababera umutego, urushundura, urutsitariro n'igihano bikwiriye!*

10*Amaso yabo arakijima boye kubona n'umugongo wabo ube umuheto iteka ryose.»*

11Reka nongere mbaze: batsitariye kugwa ngo bahere hasi? Oya, ntibikabe! Ahubwo ugutsitara kwabo kwatumye uburokorwe bugera ku banyamahanga kugira ngo bibatere ishyari.

12Ubwo se ugutsitara kwabo kwakungahaje isi, n'ukugwa kwabo kugakungahaza amahanga, ntibizahebuza nibagera ku burokorwe bwuzuye?

13Mwebwe abanyamahanga, dore icyo mbabwira: mu rugero jyewe ndi intumwa mu mahanga, nubahiriza ubutumwa nahawe,

14nizera gutera ishyari abo dusangiye ubwoko ngo ngire bamwe muri bo ndokora.

15Kuko niba ugucibwa kwabo kwararonkeye isi kwiyunga n'Imana, ukugarurwa kwabo kuzacura iki kitari ukuzuka kw'abari barapfuye?

16Iyo ifu y'umuganura ari ntagatifu, n'irobe ni ko riba; n'iyo imizi ari mitagatifu, amashami na yo ni ko aba.

17Niba amwe mu mashami yaratemwe, maze wowe, n'ubwo wari ishami ry'agasozi , ukahagemekwa maze ugasangizwa amakakama azamurwa n'umuzi w'umuzeti,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

18ntukitere hejuru wigamba kuri ya mashami. Niba witeye hejuru, wibuke ko atari wowe uhagaritse umuzi, ko ahubwo ari umuzi uguhagaritse.

19Ahari wavuga uti «Batemye amashami kugira ngo ngemekwe.»

20Ni byo koko. Yatemwe ku mpamvu y'ukutemera, naho wowe uhahagaritswe n'ukwemera. Ntukitere hejuru rero, ahubwo tinya.

21Kuko ubwo Imana itasoneye amashami ya kamere, nawe ntizagusonera.

22Irebere nawe ubugwaneza n'ubutabera by'Imana: ku baguye ikurikira ubutabera, kuri wowe igira ubuntu, niba ariko ugumye muri ubwo bugwaneza, naho ubundi nawe izagukorora.

23Nyamara na bo umunsi bemeye, bazongera bagemekwe: kuko Imana ishobora kongera kubagemeka.

24Ko wowe watemwe ku giti cy'agasozi muhuje ubwoko, maze ukagemekwa ku muzeti mwiza mudahuje ubwoko, nkanswe bo bazagemekwa ku muzeti wabo bwite bahuje ubwoko!

### Amaherezo Israheli yose izakizwa

25Koko rero, bavandimwe, sinshaka ko muyoberwa iri banga hato mutazirata: igice kimwe cya Israheli kizanangira umutima kugeza igihe abanyamahanga bose bazaba bakoranyijwe.

26Bityo rero Israheli yose izarokorwa nk'uko byanditswe ngo *«Umucunguzi azaturuka i Siyoni, yamaganire kure ya Yakobo icyitwa ubugomeramana.*

27*Ngiryo isezerano nzagirana na bo, maze kubakuraho ibyaha byabo.»*

28Kuba batakiriye Inkuru Nziza, babaye abanzi b'Imana, naho kuba baratowe, ni abatoni bayo babikesha abasekuruza.

29Koko rero igihe Imana imaze gutanga no gutora, ntiyisubiraho.

30Nk'uko namwe kera mutumviraga, none ubu ngubu mukaba mwaragiriwe impuhwe ku mpamvu y'ukutumvira kwabo,

31bityo na bo ubu ngubu banze kumvira kugira ngo mugirirwe impuhwe, mu gihe cyabo na bo bazazigirirwe.

32Imana yakoranirije abantu bose mu bwigomeke kugira ngo bose hamwe ibagirire imbabazi.

33Mbega ukuntu ubukungu n'ubuhanga n'ubwenge by'Imana birengeje urugero!Mbega ukuntu imigambi yayo ari inshoberabantu,n'inzira zayo zikaba urujijo!

34*«Koko rero, ni nde wamenye igitekerezo cya Nyagasani, cyangwa ni nde wamubereye*


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

*umujyanama,*

35*cyangwa se wabanje kugira icyo amuha ngo azagombe kumwitura ?»*

36Ko byose bikomoka kuri We bikabeshwaho na We, bikaberaho We. Nahabwe ikuzo iteka ryose! Amen.

## Abanyaroma 12

### Iyobokamana nyaryo riturutse ku mutima, ni ubuzimabuvuguruwe

1Bavandimwe rero, mbinginze ku bw'impuhwe z'Imana: nimuture imibiri yanyu, ibe igitambo nyabuzima, gitagatifu kandi kinyuze Imana; ngiryo iyobokamana ryabava ku mutima.

2Kandi ntimukigane ibi bihe turimo, ahubwo nimuhinduke, mwivugururemo ibitekerezo, kugira ngo muzajye mumenya neza ugushaka kw'Imana, ikiri cyiza, icyashimisha n'ikiboneye.

3Ku bw'ingabire nahawe, reka ngire icyo mbwira buri wese muri mwe: ntimukirebe ibisumbye uko mugomba kwireba, ahubwo muzirikane ibifasha kwiyoroshya, buri wese mu rugero rw'ukwemera Imana yamugeneye.

4Mbese nk'uko mu mubiri umwe tugira ingingo nyinshi kandi ingingo zose ntizikore umurimo umwe,

5bityo turi benshi, ariko tugize umubiri umwe muri Kristu, buri wese ku buryo bwe akabera abandi urugingo.

6Dufite ingabire zinyuranye bikurikije ineza twagiriwe. Uwahawe ingabire y'ubuhanuzi, ajye ahanura akurikije ukwemera;

7uwahawe ingabire yo kwita ku bandi, abiteho; uwahawe kwigisha, niyigishe;

8uwahawe gutera abandi inkunga, nayibatere. Utanga, atange nta kindi akurikiranye; uyobora, ayoborane umwete; utabara abatishoboye, nabafashe anezerewe.

9Urukundo rwanyu ruzire uburyarya.Ikibi kibashishe mugihunge,naho icyiza mukihambireho.

10Mukundane urukundo rwa kivandimwe,mushyire imbere icyahesha buri wese icyubahiro.

11Muragire umwete ntimukabe abanebwe,nimushishikare,mube abagaragu ba Nyagasani.

12Mwishimire amizero mufite,mwiyumanganye mu magorwa,ntimugahweme gusenga.

13Musangire n'abatagatifujwe bakennye,muharanire gufata neza abashyitsi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14Musabire umugisha ababatoteza,mubasabire umugisha aho kubavuma.

15Mwishimane n'abishimye,murirane n'abarira.

16Muhuze imitima;ntimukararikire ibibasumbye,ahubwo mwimenyereze ibiciye bugufi. *«Ntimukishime ubwenge bwanyu.»*

17Ntihakagire uwo mwitura inabi; *«mwihatire kugaragariza abantu bose ibyiza mukora.»*

18Bishobotse, mu rugero byabaturukaho mwebwe, mubane mu mahoro n'abantu bose.

19Ntimukihorere ubwanyu, nkoramutima zanjye, ahubwo muhe akanya uburakari
bw'Imana nk'uko byanditswe ngo *«Kumara inzigo ni ibyanjye, ni jye uzatanga inyiturano »*, uwo ari Nyagasani ubivuga.

20Ahubwo rero *«niba umwanzi wawe ashonje, muhe icyo kurya; niba afite inyota, muhe icyo kunywa. Kuko nugenza utyo, uzaba umurahuriye ku mutwe amakara agurumana.»*

21Ntukareke inabi ikuganza, ahubwo inabi uyiganjishe ineza.

## Abanyaroma 13

### Inyigisho yerekeye ubutegetsi

1Umuntu wese yumvire ubutegetsi bumusumbye, kuko nta butegetsi budaturuka ku Mana kandi n'uburiho bukaba bwarashinzwe n'Imana.

2Bityo urwanya ubutegetsi aba arwanya icyo Imana yagennye, kandi ababurwanya baba bikururira urubanza.

3Kuko ugira neza si we utinya abatware, ahubwo ni ugira nabi. Mbese urashaka kudatinya ubutegetsi? Kora icyiza, na bwo buzagushima.

4Kuko Imana ibukoresha ngo ugere ku cyiza. Ariko niba ukoze ikibi, utinye; nta bwo bwitwaza inkota ku busa. Kuko Imana ikoresha ubutegetsi ngo ibuhanishe ugira nabi.

5Ni yo mpamvu ari ngombwa kuyoboka ubutegetsi, bidatewe no gutinya umujinya wabwo gusa, ahubwo ubibwirijwe n'umutimanama.

6Ni na yo mpamvu burya mutanga imisoro: abayakirana ubwitonzi, baba bakorera Imana.

7Mujye muha buri muntu ikiri icye: uwo mugomba umusoro, mumuhe umusoro; uwo mugomba ihazabu, muyimuhe; ugomba gutinywa, mumutinye; ugomba kubahwa, mumwubahe.

### Gukundana kivandimwe no guhora turi maso

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8Ntihakagire uwo mubamo umwenda, atari uwo gukundana. Kuko ukunda undi, aba yujuje amategeko.

9Kuko kuvuga ngo*«Ntuzasambane, ntuzice, ntuzibe, ntuzararikire ikibi »*, kimwe n'andi mategeko, yose akubiye muri iri jambo ngo *«Uzakunde mugenziwawe nkawe ubwawe.»*

10Ukunda ntiyagirira mugenzi we inabi. Urukundo rero ni rwo rubumbye amategeko.

11Cyane cyane mumenye ko aya magingo turimo, ari igihe cyo gushiguka mu bitotsi, kuko ukurokorwa kuturi hafi ubu ngubu kurusha igihe twakiriye ukwemera.

12Ijoro rirakuze, umunsi ugiye gucya. Nitwiyake rero ibikorwa by'umwijima maze twambare intwaro z'urumuri.

13Tugendane umurava nk'abagenda ku mugaragaro amanywa ava, nta busambo, nta businzi, nta busambanyi, nta biterasoni, nta ntonganya, nta shyari.

14Ahubwo nimwiyambike Nyagasani Yezu Kristu kandi ntimukishinge umubiri ngo mukore ibyo wifuza.

## Abanyaroma 14

### Gufasha abanyantegenke

1Mujye mwakira ugifite intege nke mu kwemera,mwoye kumugisha impaka mu byo ashidikanyaho.

2Kuko hari uwemera ko ashobora kurya ibibonetse byose,naho uw'intege nke yibwira ko agomba kurya imboga gusa.

3Uwirira ibibonetse byose,ntagasuzugure utabirya;utabirya na we ntazacire ubirya urubanza,kuko Imana yamwakiriye.

4Uri nde mbese,wowe ucira urubanza umugaragu utari uwawe?Yahagarara cyangwa yagwa,ibyo bireba shebuja;nyamara azagumya ahagarare kuko Nyagasani afite ububasha bwo kumushyigikira.

5Hari usumbanya umunsi umwe n'indi,hari n'ubona yose ari kimwe.Buri wese ajye akurikiza icyo umutima we wemera.

6Usumbanya iminsi ayisumbanyiriza Nyagasani;uwirira ibibonetse byose,abirira Nyagasani kuko aba ashimira Imana.Utarya na we,ni Nyagasani abigirira,na we ashimira Imana.

7Koko rero nta n'umwe muri twe ubereyeho we ubwe,kandi nta n'umwe upfira we ubwe.

8Niba turiho,tubereyeho Nyagasani;niba kandi dupfuye,dupfira Nyagasani.Twabaho,twapfa,turi aba Nyagasani.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Koko rero ni cyo cyatumye Kristu apfa akazuka,kwari ukugira ngo abe ari we ugenga abapfuye n'abazima.

10Wowe rero, ni iki gituma ucira umuvandimwe wawe urubanza ? Cyangwa ni iki gituma usuzugura umuvandimwe wawe ko twese tuzashyikirizwa urukiko rw'Imana ?

11Kuko byanditswe ngo*«Ndahiye ubuzima bwanjye* — uwo ari Nyagasani ubivuga — *icyitwa ivi cyose kizampfukamira, n'icyitwa ururimi cyose kizamamaze Imana.»*

12Nuko rero, umuntu wese azisobanurira ibye imbere y'Imana.

13Ntitukongere rero gucirana imanza; ahubwo twitondere icyabera umuvandimwe intandaro yo kugwa cyangwa gucumura.

14Nzi neza, rwose sinshidikanya muri Nyagasani Yezu, ko nta kintu gihumanya ku bwacyo; nyamara hagize utekereza ko ikintu gihumanya, kuri we koko kiba gihumanya.

15Niba rero umuvandimwe wawe atewe agahinda n'icyo uriye, ntuba ukigengwa n'urukundo. Irinde kugira icyo urya cyagusha uwo Kristu yapfiriye.

16Ikiri cyiza kuri mwe ntikigasebe.

17Kuko Ingoma y'Imana itagizwe n'ibiribwa n'ibinyobwa, ahubwo irangwa n'ubutungane, amahoro n'ihirwe muri Roho Mutagatifu.

18Ukorera Kristu atyo, anyura Imana kandi agashimwa n'abantu.

19Nuko rero niduharanire ibishyigikira amahoro n'ibidufasha guterana inkunga.

20Ntugasenye igikorwa cy'Imana ku mpamvu y'ibyo kurya. Ibintu byose ntibihumanya, ariko ni bibi ko umuntu arya icyatera undi gucumura.

21Ibyiza ni ukutarya inyama no kutanywa divayi, mbese ni ukwirinda icyabera umuvandimwe impamvu yo kugwa.

22Wowe rero, icyo wabwirijwe n'ukwemera ufite ugihorane mu mutimanama wawe no mu maso y'Imana. Hahirwa utigaya ubwe mu byo yahisemo yabisuzumye.

23Naho urya kandi agishidikanya, uwo yatsinzwe n'urubanza kuko ibyo akora biba bidaturutse ku kwemera, kandi rero icyo umuntu akoze kidaturutse ku kwemera, kiba ari icyaha.

## Abanyaroma 15

1Twebwe abakomeye tugomba kugoboka intege nke z'abadashoboye, aho kwishimira gusa ibitworoheye.

2Buri muntu muri twe nashimishe mugenzi we, akore icyiza cyose cyamukomeza.

3Kuko na Kristu atakoze icyamushimishaga gusa, nk'uko byanditswe ngo *«Ibitutsi by'abagutukaga byanguyeho.»*

4Koko rero ibyanditswe kera byose, byandikiwe kutubera inyigisho kugira ngo tugire icyizere, twihangane kandi duhumurizwe na byo.

5Imana soko y'ukwihangana n'uguhumurizwa, irabahe no guhuza ibitekerezo nk'uko Kristu Yezu abishaka,

6kugira ngo, mu mutima umwe no mu ijwi rimwe, muhe ikuzo Imana, Se w'Umwami wacu Yezu Kristu.

## Kwakirana kivandimwe

7Ku mpamvu y'ibyo rero, nimwakirane nk'uko na Kristu ubwe yabakiriye agirira ikuzo ry'Imana.

8Ndahamya ko Kristu yigize umugaragu w'abagenywe kugira ngo yerekane ubudahemuka bw'Imana maze yuzuze ibyo abasokuruza basezeranijwe.

9Naho amahanga ahe Imana ikuzo ayishimira impuhwe zayo, nk'uko byanditswe ngo *«Ni yo mpamvu nzakwamamaza mu mahanga, kandi nzasingiza izinaryawe »,*

10kandi ngo *«Mahanga, nimwishimane n'umuryango we »,*

11nanone ngo *«Mahanga mwese, nimusingize Nyagasani; miryango mwese, nimumuhimbaze.»*

12Izayi na we akongera ati *«Azashyira aze inkomoko ya Yese ; ni we uzabadukira kugenga amahanga, kandi ni we bose bazizera.»*

13Imana, Yo soko y'amizero, nibuzuze ihirwe ryose n'amahoro mu kwemera kugira ngo musenderezwe ukwizera ku bw'ububasha bwa Roho Mutagatifu.

## Ubutumwa bwa Pawulo

14Bavandimwe banjye, nzi neza ko namwe ubwanyu mwuje ingeso nziza, ko mwuzuye ubumenyi bwose, ko mushobora ubwanyu kujijurana.

15Nyamara hamwe na hamwe muri iyi baruwa hari aho nagiye mbandikira ku buryo bwubahutse, nsa n'ubibutsa, kuko nahawe ingabire n'Imana

16yo kuba umugaragu wa Kristu mu mahanga, nkegurirwa umurimo w'Inkuru Nziza kugira ngo amahanga atagatifuzwe na Roho Mutagatifu, maze yakirweho ituro rinyuze Imana.

17Ni cyo gituma nshobora kwirata muri Kristu Yezu ibyo nkorera Imana.

18Kuko ntagira icyo niratana usibye icyo Kristu ubwe yankoresheje, ari mu magambo, ari mu bikorwa,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

19mu bubasha bw'ibimenyetso n'ibitangaza, no mu bubasha bwa Roho, kugira ngo amahanga yumvire Imana. Bityo uhereye i Yeruzalemu ukazenguruka ukagera muri Iliriya, nahakwije Inkuru Nziza ya Kristu.

20Nirinze ariko kuyamamaza ahandi handi usibye aho izina rya Kristu ritazwi, kugira ngo ntavaho nubaka mu kibanza cy'undi,

21nk'uko byanditswe ngo *«Abatamumenyeshejwe bazamubona, n'abatamwumvise bazamumenya.»*

### Imigambi ya Pawulo

22Ngicyo icyambujije kenshi kuza iwanyu.

23None ubu ngubu, ubwo ntagifite ahandi nshigaje mu birere by'ino, nkaba kandi narifuje kuza iwanyu kuva imyaka n'imyaka,

24igihe nzerekeza muri Hispaniya... Koko rero ndizera kuzababona mpita, nyuma mukamperekeza, maze kubashira urukumbuzi ho gato.

25Ubu ngubu ariko ngiye i Yeruzalemu kwita ku batagatifujwe.

26Kuko ab'i Masedoniya n'abo muri Akaya biyemeje kugira icyo basaranganya n'abatagatifujwe b'i Yeruzalemu bakennye.

27Koko rero barabyiyemeje kandi barabibagombaga. Kuko niba amahanga yarasangiye na bo ibyiza byabo by'umutima, agomba kubafashisha ibyiza by'umubiri.

28Ibyo rero nimbirangiza, maze kubashyikiriza ku mugaragaro uwo musaruro, nzabanyuraho njya muri Hispaniya.

29Kandi nzi ko ninza iwanyu, nzazana umugisha wose wa Kristu.

30Bavandimwe kandi, ndabinginga ku bw'Umwami wacu Yezu Kristu no ku bw'urukundo rwa Roho Mutagatifu, ngo muntabaze amasengesho munturira Imana,

31kugira ngo nkire abo mu Yudeya batemera, maze imfashanyo njyanye i Yeruzalemu izanyure abatagatifujwe;

32bityo nshobore kuza iwanyu nishimye, maze Imana nibishaka, nzaruhukane namwe.

33Imana, Yo soko y'amahoro, nibane namwe mwese! Amen.

## Abanyaroma 16

### Abo Pawulo atashya

1Mbashinze mushiki wacu Foyibe, umudiyakonikazi mu Kiliziya y'i Kenkireya ,

2kugira ngo mumwakire muri Nyagasani nk'uko bikwiriye abatagatifujwe, kandi ngo


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

muzamufashe mu byo yabakeneraho byose, kuko na we yatabaye benshi, barimo jye.

3Mutashye Purisika na Akwila, abafasha banjye muri Kristu Yezu;

4abo ni bo bishyize mu kaga, kugira ngo barwane ku buzima bwanjye. Si jye jyenyine ubashimira, ahubwo na Kiliziya zose z'abanyamahanga.

5Mutashye na Kiliziya ijya iteranira mu rugo rwabo. Mutashye incuti yanjye Epayineto, we muganura Aziya yahaye Kristu.

6Mutashye Mariya wabavunikiye cyane.

7Mutashye bene wacu Andironiki na Yuniya, twasangiye umunyururu; ni intumwa z'ibirangirire kandi babaye aba Kristu mbere yanjye.

8Mutashye Ampiliyato, incuti yanjye muri Nyagasani.

9Muntahirize Urubano umufasha wanjye muri Kristu, ndetse na Sitaki incuti yanjye.

10Muntahirize kwa Arisitobuli.

11Muntahirize mwene wacu Herodiyoni. Muntahirize abo kwa Narisisi bari muri Nyagasani.

12Muramutse Tirifayina na Tirifoza baruhira cyane Nyagasani. Mundamukirize inkoramutima Perisida, na we uvunikira cyane Nyagasani.

13Muramutse Rufo, intore muri Nyagasani, ndetse na nyina ari we wanjye.

14Mutashye Asinkirito, Filegonti, Erimesi, Patiroba, Herimasi n'abavandimwe bari kumwe na bo.

15Muramutse Filologo na Yuliya, Nereyi na mushiki we, na Olimpiya n'abatagatifujwe bari kumwe na bo.

16Nimuramukanye mu muhoberano mutagatifu. Kiliziya zose za Kristu zirabatashya.

17Ndabinginze kandi, bavandimwe, mwitondere abazana amacakubiri n'ingero mbi, bakanyuranya n'inyigisho mwahawe; mubagendere kure.

18Bene abo ntibakorera Kristu Umwami wacu, ahubwo inda yabo, maze amagambo yabo y'uburyarya n'ubucakura akayobya imitima itagira iribi.

19Ukumvira kwanyu kwamenyekanye hose; ndabishimiye rero ariko ndashaka ko muba abahanga mu gukora icyiza n'abaswa mu gukora ikibi.

20Imana, Yo soko y'amahoro, izajanjagurira Sekibi mu nsi y'ibirenge byanyu vuba. Ineza y'Umwami wacu Yezu Kristu ibane namwe!

21Timote, umufasha wanjye, arabatashya, na bene wacu Lusiyo, na Yasoni, na Sosipateri.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

22Nanjye ndabatashya muri Nyagasani, jyewe Teritiyo wanditse uru rwandiko.

23Arabatashya Gayusi uncumbikiye jye na Kiliziya yose.

24Arababaramutsa Erasito umubikamari w'umugi, n'umuvandimwe Kuwariti.

### Haragasingizwa Imana

25Nihasingizwe Imana, Yo ifite ububasha bwo kubakomeza bihuje n'Inkuru Nziza
nabashyikirije namamaza Yezu Kristu, nkurikije iyobera ryari ryaracecetswe kuva
kera kose,

26ubu rikaba ryahishuriwe abanyamahanga bose, rikagaragarira mu byanditswe
by'abahanuzi. Nguko uko Imana Ihoraho yabigennye kugira ngo na bo ibageze ku
kwemera bayumvire.

27Imana Nyir'ubuhanga nihabwe ikuzo muri Yezu Kristu, uko ibihe bihora
bisimburana iteka. Amen.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Abanyakorinti, iya 1 1

### Indamutso n'impamvu yo gushimira Imana

1Jyewe Pawulo, watorewe kuba intumwa ya Yezu Kristu, uko Imana yabishatse,
hamwe n'umuvandimwe wacu Sositeni,

2kuri Kiliziya y'Imana iri i Korinti, ari yo mwebwe abatagatifurijwe muri Yezu Kristu,
mugahamagarirwa kuba intungane hamwe n'abandi bose biyambaza, aho bari hose,
izina rya Nyagasani Yezu Kristu, Umwami wabo n'uwacu:

3tubifurije ineza n'amahoro biva ku Mana, Umubyeyi wacu, no kuri Nyagasani Yezu
Kristu.

4Mpora nshimira Imana yanjye kubera mwebwe, nibuka ineza yayo mwaherewe
muri Kristu Yezu.

5Koko rero Imana yabasenderejeho ingabire z'amoko yose muri We, cyane cyane iyo
kumumenya no kumumenyesha abandi.

6Bityo guhamya Kristu mukaba mwarabyikomejemo,

7ku buryo nta ngabire n'imwe y'Imana mubuze, mu gihe mugitegereje ukwigaragaza
kwa Yezu Kristu Umwami wacu.

8Ni we uzabakomeza kugeza mu ndunduro, kugira ngo muzabe muri indakemwa,
kuri uwo munsi wa Nyagasani Yezu Kristu.

9Ni indahemuka, Imana yabahamagariye kugirana ubumwe n'Umwana wayo Yezu
Kristu, Umwami wacu.

### Kiliziya y'i Korinti yicamo ibice

10Bavandimwe, mbinginze mu izina ry'Umwami wacu Yezu Kristu, ngo muhuze
ibitekerezo, mwirinde kwicamo ibice; ahubwo muhuze umutima n'umugambi.

11Koko rero, bavandimwe, abo kwa Kolowebambwiye ko mwifitemo amakimbirane.

12Icyo nshaka kuvuga ni uko buri muntu muri mwe agira ati «Jyewe ndi uwa
Pawulo!» Undi ati «Jyewe ndi uwa Apolo!» Undi ati «Jyewe, ndi uwa Kefasi!» Undi ati
«Jyewe ndi uwa Kristu!»

13Mbese Kristu yaba agabanijemo ibice? Mbese ni Pawulo wababambiwe ku
musaraba? Cyangwa se mwabatijwe mu izina rya Pawulo?

14Ndashimira Imana kuba nta n'umwe muri mwe nabatije, usibye Kirisipo na Gayo;

15ku buryo nta n'umwe uzavuga ko yabatijwe mu izina ryanjye!

16Cyakora koko nabatije n'umuryango wa Sitefana, nkaba numva nta wundi wundi


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nabatije.

17Kuko Kristu atanyohereje kubatiza, ahubwo yantumye kwamamaza Inkuru Nziza, atari mu magambo y'ubuhanga ngo hato umusaraba wa Kristu udakurizaho guta agaciro.

### Yezu Kristu ni we bubasha n'ubuhanga bw'Imana

18Mu by'ukuri, kwamamaza urupfu rwa Kristu ku musaraba bisa n'amahomvu ku bari mu nzira yo korama, ariko ku bari mu nzira yo gukira ari bo twe, ni ububasha bw'Imana.

19Kuko handitswe ngo *«Nzasenya ubuhanga bw'abahanga kandi nzarimbura ubwenge bw'abanyabwenge.»*

20Mbese uw'umuhanga ari he? Uw'umunyabwenge ari hehe? Uw'intyoza mu by'iyi si ari he ? Ko ubanza ubuhanga bw'iyi si Imana yarabuhinduye amahomvu?

21Koko rero, isi ku bwenge bwayo ntiyashoboye kumenyera Imana mu bigaragaza ubuhanga bwayo; ni yo mpamvu Imana yihitiyemo gukiza abemera, ikoresheje ubusazi bw'iyamamazabutumwa.

22Mu gihe Abayahudi bigomba ibitangaza, naho Abagereki bashimikiriye iby'ubuhanga,

23twebweho twamamaza Kristu wabambwe ku musaraba, bigashengura Abayahudi, kandi bikitwa ibisazi ku Bagereki.

24Naho ku batowe, baba Abayahudi cyangwa Abagereki, Kristu uwo ni we bubasha bw'Imana n'ubuhanga bwayo.

25Kuko icyakwitwa ibisazi ariko giturutse ku Mana gitambutse kure ubuhanga bw'abantu, kandi icyakwitwa intege nke giturutse ku Mana gisumbye imbaraga z'abantu.

### Abo Imana yitoreye

26Bavandimwe rero, mwebwe abatowe n'Imana, nimurebe uko muteye: murasanga ku bw'abantu nta bahanga benshi babarimo, nta n'ibihangange byinshi bibarimo, ndetse nta na benshi bafite amavuko y'ikirenga.

27Ahubwo rero ibyo abantu bita ibisazi, ni byo Imana yihitiyemo ngo irindagize abiyita abahanga; kandi ibinyantege nke ku bantu, ni byo Imana yitoreye ngo isuzuguze abanyamaboko;

28byongeye, abatagira amavuko b'insuzugurwa ni bo Imana yihitiyemo ngo ihindure ubusa abiyita imbonera;

29kugira ngo hatagira umuntu n'umwe wikuza imbere y'Imana.

30Ni yo mukesha kuba muri Kristu Yezu, we watubereye ku bw'Imana ubuhanga

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n’ubutungane, akaba ari we kandi udutagatifuza akanaturokora.

31Mbese nk’uko byanditswe ngo *«Ushaka kwirata wese, niyiratire muri Nyagasani.»*

## Abanyakorinti, iya 1 2

### Pawulo yigisha iby’umusaraba i Korinti

1Bavandimwe, igihe niyiziye ubwanjye iwanyu kwamamaza amabanga y’Imana, sinakoresheje amagambo y’akarimi keza cyangwa y’ubwenge.

2Koko rero nta kindi kindi nashatse kwibandaho usibye kubamenyesha Yezu Kristu, kandi Yezu Kristu wabambwe ku musaraba.

3Igihe nari kumwe namwe, nari mfite intege nke, ntinya kandi ndagadwa,

4kandi amagambo nakoresheje mbamamazamo Inkuru Nziza nta ho yari ahuriye n’iby’ubwenge buhanitse, ahubwo yabemeje ku bw’ububasha bwa Roho w’Imana.

5Bityo, ukwemera kwanyu kukaba kudashingiye ku bwenge bw’abantu, ahubwo ku bubasha bw’Imana.

### Ubuhanga bw’Imana

6Nyamara,abamaze gukomera mu kwemera turababwira iby’ubuhanga,ariko butari ubuhanga bw’iyi si,cyangwa bukomoka ku bagenga b’iyi si kuko bariho batariho.

7Ubuhanga bw’Imana tubagezaho ni ibanga Imana yari yarazigamiye kuva kera kose kuduhesha ikuzo.

8Nta n’umwe wo mu bagenga b’iyi si wigeze aritahura, kuko iyo baza kuritahura, ntibaba barabambye Umwami w’ikuzo.

9Ariko bihuje n’uko byanditswe ngo *«Icyo ijisho ritabonye, icyo ugutwi kutumvise, kandi ntikizamuke mu mutima wa muntu, ni cyo Imana yateguriye abayikunda.»*

10Ni twebwe rero Imana yabiseruriye ku bwa Roho wayo;kandi Roho uwo acengera byose,kugeza no ku mayobera y’Imana.

11Koko rero,ni nde wundi wamenya akari mu mutima w’umuntu,uretse nyirawo nyine?Ni na ko rero nta wamenya amabanga y’Imana,uretse Roho wayo nyine.

12Twebwe koko si ubwenge bw’isi twahawe,ahubwo ni Roho ukomoka ku Mana twahawe kugira ngo tumenye ibyiza Imana yatugabiye ku buntu.

13Ibyo turabibigisha,tutifashishije imvugo y’ubuhanga bw’abantu,ahubwo twishingikirije ubuhanga bwa Roho uduha gusobanura ibya Roho mu magambo abigenewe.

14Umuntu ugengwa na kamere ye gusa ntashobora kwumva ibya Roho w’Imana;koko rero,kuri we ni nk’ibisazi,maze ntashobore kubyumva,kuko bene ibyo biserurirwa

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

muri Roho wenyine.

15Naho umuntu uyoborwa na Roho w'Imana asobanukirwa muri byose,akaba kandi nta we ushobora kumuhinyuza.

16Koko se *«Ni nde wamenye ibitekerezo bya Nyagasani ngo akurizeho kumwungura inama ?»*Nyamara twebwe twifitemo ibitekerezo bya Kristu.

## Abanyakorinti, iya 1 3

### Umurimo nyakuri w'abogeza Inkuru Nziza

1Bavandimwe, sinashoboye kuvugana namwe nk'ubwira abantu bayoborwa na Roho w'Imana, ahubwo nababwiye nk'uvugana n'abantu bakigengwa na kamere yabo gusa, mbese nk'abakiri ibitambambuga muri Kristu.

2Nabatungishije amata, sinabagaburira ibyo kurya bikomeye, kuko mutari kubibasha. Ndetse n'ubu ntimurabibasha,

3kuko mukiri ab'iyi si. None se ko mukirangwa n'ishyari n'amakimbirane, ibyo ntibigaragaza ko mukiri ab'iyi si, mukaba mwitwaye bya runtu?

4Iyo umwe avuga ati «Ndi uwa Pawulo», undi ati «Ndi uwa Apolo», ubwo se ntimukurikiza amatwara ya runtu?

5Ngaho nimumbwire: Apolo ni iki? Pawulo ni iki? Si abagaragubababagejeje ku kwemera; buri wese akoresheje ingabire yahawe na Nyagasani!

6Jyewe nateye imbuto, Apolo arayuhira, ariko Imana yonyine ni yo yayikujije.

7Bityo, uwateye nta cyo ari cyo, n'uwuhiye ni uko; Imana yonyine irihagije, yo itanga gukura.

8Nyir'ukubiba na nyir'ukuhira nta ho bataniye; buri wese azahabwa igihembo gihwanye n'umurimo yakoze.

9Twembi turi abafasha b'Imana, mwe mukaba umurima wayo n'inzu yiyubakira.

10Ku bw'ingabire nahawe n'Imana, nashije ikibanza nk'umufundi w'umuhanga, undi acyubakamo. Nyamara buri wese yitondere uburyo yubaka.

11Nta kindi kibanza kindi gishobora guhangwa, usibye igisanzwe: Yezu Kristu.

12Niba rero kuri icyo kibanza umuntu yubakishijemo zahabu, feza, amabuye y'agaciro, ibiti, ibyatsi cyangwa ibikenyeri,

13umurimo wa buri wese uzagaragazwa ku munsi w'urubanza. Ni bwo byose bizasuzumwa n'umuriro , ari wo uzatangaza agaciro k'umurimo wa buri wese.

14Uzaba yarubatse muri icyo kibanza kandi umurimo we ugahonoka, azahembwa.

15Naho nyir'umurimo uzaba wakongotse, azabura igihembo; gukira we azakira, ariko


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nk'uwiyatse umuriro.

16Ubwo se ntimuzi ko muri ingoro y'Imana, kandi ko Roho w'Imana abatuyemo?

17Nihagira rero usenya ingoro y'Imana, Imana na we izamusenya. Kuko ingoro y'Imana ari ntagatifu, kandi iyo ngoro ni mwebwe.

18Ntihakagire uwihenda: niba hari uwikekaho kuba umuhanga ku bw'iyi si, nabanze yihindure umusazi kugira ngo abe umunyabwenge nyakuri;

19kuko ubuhanga bw'iyi si ari ubusazi mu maso y'Imana, nk'uko byanditswe ngo *«Ni Yo ifatira abanyabwenge mu mutego w'uburiganya bwabo »*,

20kandi ngo *«Nyagasani acengera ibitekerezo by'abahanga, agasanga byose ari amanjwe.»*

21Ku bw'iyo mpamvu rero, ntihakagire ushingira ikuzo rye ku bantu, kuko byose ari ibyanyu:

22yaba Pawulo, yaba Apolo cyangwa Kefasi, yaba isi, bwaba ubugingo cyangwa urupfu, byaba ibiriho cyangwa ibizaza, byose ni ibyanyu,

23naho mwebwe muri aba Kristu, na We Kristu akaba uw'Imana.

## Abanyakorinti, iya 1 4

1Buri wese rero natubonemo abagaragu ba Kristu n'abagabuzi b'amabanga y'Imana.

2Kandi icyo abagabuzi batezweho si ikindi kindi atari ukuba indahemuka.

3Jyeweho, sintewe inkeke n'uko mwancira urubanza, cyangwa ko narucirwa n'urukiko rw'abantu, ndetse nanjye ubwanjye sindwicira.

4Nyamara n'ubwo nta kibi niyumva mu mutima, ibyo si byo bingira umwere; Nyagasani wenyine ni we uncira urubanza.

5Namwe rero ntimugace imanza igihe kitaragera, mutegereze ko Nyagasani azaza, agashyira ahabona ibihishwe mu mwijima, akanatangaza ibyo umutima ubundikiye. Ubwo ni bwo Imana izaha buri wese ishimwe rimukwiye.

6Muri ibyo byose, bavandimwe, nifuje ko tubabera urugero, ari jyewe, ari n'Apolo, kugira ngo mwitoze kutirata murwanirira ishyaka uyu cyangwa uriya.

7Mu by'ukuri, ni iki kigusumbije abandi? Ni iki utunze, waba utahawe? Niba se waragihawe, ni iki cyatuma wirata nk'aho utagihawe?

8Dore muratengamaye! Dore mwarikungahaje! Yewe mwabaye abami , twe tutarimo. Ubonye mwakwimitswe, kugira ngo natwe twimikanwe namwe!

9Jye uko mbibona, twebwe intumwa, Imana isa n'iyadushyize inyuma y'abandi, nk'abaciriwe urwo gupfa; koko rero twahinduwe agashungero k'isi,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n'ak'abamalayika n'abantu.

10Twebweho turi abasazi ku mpamvu ya Kristu, naho mwe mukaba abanyabwenge muri Kristu; twebwe turi abanyantege nke, naho mwe murakomeye; murubashywe, naho twe turasuzuguritse.

11Kugeza magingo aya, turicwa n'inzara, dufite inyota, twambaye ubusa, turakubitwa, turabuyerezwa,

12kandi turacogozwa no gukoresha amaboko yacu. Baradutuka tukabifuriza umugisha; baradutoteza tukihangana;

13baradusebya twe tugahoza abandi! Twahinduwe nk'icyavu cy'isi, kugeza na n'ubu batugize ibicibwa mu bantu.

### Pawulo afite umutima wa kibyeyi

14Ibyo simbyandikiye kubakoza isoni, ahubwo ni ukubaburira nk'abana banjye nkunda.

15N'aho mwagira ibihumbi n'ibihumbi by'abarezi muri Kristu, ababyeyi banyu si benshi, kuko ari jyewe wabibyariye muri Yezu Kristu ku bw'Inkuru Nziza.

16Ndabinginze rero, nimukurikize urugero nabahaye.

17Ni na yo mpamvu mboherereje Timote, umwana wanjye nkunda kandi indahemuka muri Nyagasani; azabibutsa imibereho yanjye muri Kristu, mbese nk'uko mbyigisha muri za kiliziya zose.

18Bamwe muri mwe bibwiye ko ntazagaruka iwanyu, batangira kwitera hejuru.

19Nyamara, Nyagasani nabishaka, nzabagarukamo vuba, maze aho kwibanda ku magambo y'abo birasi, nzirebere ibikorwa byabo.

20Kuko Ubwami bw'Imana atari amagambo, ahubwo bushingiye ku bikorwa.

21Mbese icyo mwahitamo ni iki? Ko nabazanamo inkoni, cyangwa se urukundo n'umutima ugwa neza?

## Abanyakorinti, iya 1 5

### Ingeso mbi za bamwe mu bakristu b'i Korinti

1Inkuru yaramamaye hose y'uko muri mwe hari ubusambanyi, ndetse ubusambanyi bukabije, butaraboneka no mu banyamahanga: baravuga ko umwe muri mwe atunze muka se !

2None mwe muritera hejuru! Aho kuba mwaragize ishavu, ngo nyir'ugukora ibyo abirukanwemo!

3Jyewe rero, n'ubwo ku bw'amaso mbari kure, ku mutima turi kumwe, nkaba

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nararangije gucira urubanza uwakoze ayo mahano, nk'aho nahibereye.

4Ngaho rero, nimukoranire mu izina rya Nyagasani Yezu Kristu, maze ku bubasha bwe, nanjye mbashyigikiye,

5uwo muntu yegurirwe Sekibi ngo ababazwe muri ubu buzima, maze ahazaza azarokoke ku munsi wa Nyagasani.

6Ibyo mwiratana nta byo! Mbese ntimuzi ko agasemburo gake gatutumbya ifu yose?

7Nimwiyunyuguzemo rero umusemburo wose ushaje, kugira ngo mubone kuba nk'umugati mushya, udasembuye. Kuko Kristu, ari we Ntama ya Pasika yacu, yishweho igitambo.

8Niduhimbaze rero uwo munsi mukuru, tudakoresheje umusemburo ushaje ari wo w'ubugiranabi n'ubukozi bw'ibibi, ahubwo dukoreshe imigati idasembuye, ari yo ubumanzi n'ukuri.

9Hanyuma kandi, mu ibaruwa mperutse kubandikira, mbihanangiriza kutivanga n'abasambanyi,

10sinashakaga kuvuga abasambanyi bose iyo bava bakagera, cyangwa se abanyabugugu, abambuzi, n'abasenga ibigirwamana, kuko bibaye ibyo mwagombye kuva kuri iyi si.

11Mu by'ukuri rero, nabandikiye mbabuza kugenderana n'umuntu wiyita umuvandimwe, kandi ari umusambanyi, umunyabugugu, usenga ibigirwamana, usebanya, umusinzi, cyangwa umwambuzi ndetse n'umuntu nk'uwo nguwo ntimukanasangire.

12Mpuriye he no gucira imanza abo tudafitanye isano? Mwebwe se abo mukemanga si ababarimo rwagati?

13Abo hanze ni Imana izabacira urubanza. (Mugenze rero nk'uko byanditswe ngo) *«Nimuvane inkozi z'ibibi muri mwerwagati.»*

## Abanyakorinti, iya 1 6

### Uko imanza zacibwa mu bavandimwe

1Igihe umwe muri mwe afite icyo apfa n'undi, atinyuka ate kumuregera abadatunganye , aho kumuhanisha mu batagatifujwe ?

2Cyangwa se, ntimuzi ko abatagatifu ari bo bazacira isi urubanza ? Niba rero ari mwe muzacira isi urubanza, mwananirwa mute gukiranura ibyoroheje ?

3Ntimuzi ndetse ko n'abamalayika tuzabacira urubanza, nkanswe rero ibyo muri iki gihe ?

4Niba rero mufite imanza z'ubwo bwoko, kuki mutinyuka kuzegurira abo Kiliziya

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

itizeye ?

5Mbivugiye kubakoza isoni, ubwo koko nta muntu n'umwe muri mwe waba usheshe akanguhe ngo akiranure abavandimwe ?

6Dore umuvandimwe araburanya umuvandimwe, kandi bikabera imbere y'abatemera!

7Ibyo ari byo byose muba mwiyandaritse igihe mukurubana mu nkiko. Kuki mutihanganira kurenganywa ? Kuki mutihanganira ko bababuguza?

8Nyamara ni mwe murenganya kandi mugahuguza abandi, abo bandi kandi ni abavandimwe banyu !

9Mbese ntimuzi ko abadatunganye batazagira umugabane mu Ngoma y'Imana ? Muramenye ntimwishunge ! Ari abasambanyi, ari abasenga ibigirwamana, ari indaya, ari abararikirana nyamara bahuje ibitsina, ari abakora ingeso mbi bose,

10kimwe n'abajura, abanyabugugu, abasinzi, abasebanya, abambuzi, abo bose ntibazagira umugabane mu Ngoma y'Imana.

11Nguko uko bamwe muri mwe bari bameze. None, mwarasukuwe, mwaratagatifujwe muba intungane ku bw'izina rya Nyagasani Yezu Kristu, no ku bwa Roho w'Imana yacu.

### «Byose mbifitiye uburenganzira»

12(Bamwe muri mwe baravuga bati) «Byose mbifitiye uburenganzira »; nyamara byose ntibimfitiye akamaro. «Byose mbifitiye uburenganzira»; yee! ariko jye sinzemera ko hagira ikintu na kimwe kinziga.

13Ibiribwa byagenewe inda, inda na yo igenerwa ibiribwa, simbihakana; nyamara byombi Imana izabisenya. Cyakora umubiri ntiwagenewe gusambana, ni uwa Nyagasani; Nyagasani akaba ari we uwugenga.

14None rero Imana yazuye Nyagasani, izatuzura natwe ku bw'ububasha bwayo.

15Ntimuzi se ko imibiri yanyu ari ingingo za Kristu? Hanyuma rero nzafate ingingo za Kristu maze nzigire ingingo z'ihabara? Ntibikavugwe!

16Ntimuzi se ko usambanye n'ihabara aba abaye umubiri umwe na yo? Ni ko byanditswe ngo *«Bombibazaba umubiri umwe.»*

17Naho uwibumbira kuri Nyagasani, aba agize umutima umwe na we.

18Ubusambanyi nimububgendere kure. Icyaha cyose umuntu akoze, usibye icyo, ntikigera ku mubiri we; ariko usambana aba acumuriye umubiri we bwite.

19Ubundi se ntimuzi ko umubiri wanyu ari ingoro ya Roho Mutagatifu ubatuyemo, kandi ukomoka ku Mana, maze mukaba nta bubasha mwifiteho?


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[20]Mwacungujwe igiciro gihambaye! Nimusingirize rero Imana mu mubiri wanyu.

## Abanyakorinti, iya 1 7

### Ibyerekeye gushyingirwa no kudashyingirwa

[1]Noneho ngeze ku byo mwanyandikiye. Uko mbona, ibyiza ni uko umugabo atakwegera umugore.

[2]Ariko kugira ngo mwirinde ingeso mbi, buri mugabo nagire umugore we, na buri mugore agire umugabo we.

[3]Umugabo ntakwiriye kwiyima umugore we, bityo n'umugore ku mugabo we.

[4]Umugore ntiyigenga ku mubiri we, ugengwa n'umugabo we; n'umugabo ntiyigenga ku mubiri we, ugengwa n'umugore we.

[5]Ntihakagire uwiyima undi, keretse mubyumvikanyeho, na bwo by'igihe gito, kugira ngo muhugukire gusenga; hanyuma musubirane, ngo hato mutananirwa kwigomwa, Sekibi agakurizaho kubashuka.

[6]Ibyo mbabwiye, ndabibemereye gusa; simbibategetse.

[7]Nakwifuza yuko abantu bose bamera nkanjye, ariko buri wese afite ingabire ye bwite yiherewe n'Imana, umwe iye, undi iye.

[8]Icyo mbwira abatarashaka n'abapfakazi ni uko bakwigumira batyo, kimwe nanjye.

[9]Nyamara niba badashoboye kwihangana, nibashake; kuko ikiruta ari ugushyingirwa aho kwicwa n'irari.

[10]Dore icyo ntegetse abashakanye, atari jyewe ahubwo ni Nyagasani: umugore ntagatandukane n'umugabo we.

[11]— niba batandukanye, ntakongere gushaka cyangwa yigorore n'umugabo we — n'umugabo ntakirukane umugore we.

[12]Abandi basigaye mbabwiye ku giti cyanjye, si Nyagasani ubwe ubivuga: niba hari umuvandimwe ufite umugore utaremera Kristu maze akishimira ko babana, ntakamwirukane.

[13]Niba kandi umugore afite umugabo utaremera, maze akishimira ko babana, ntagatandukane n'uwo umugabo.

[14]Kuko umugabo utemera atagatifuzwa n'umugore we, kimwe n'uko umugore utemera atagatifuzwa n'umugabo we. Byaba bitabaye ibyo, abana banyu baba babuze ubuntungane, kandi ubundi baratagatifujwe.

[15]Niba utemera ashatse gutandukana, nabigire! Icyo gihe umuvandimwe wacu, cyangwa mushiki wacu, aba abohowe, kuko Imana yabahamagariye kubaho mu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mahoro.

16Ni ko se, wa mugore we, wabwirwa n'iki ko uzakiza umugabo wawe? Nawe wa mugabo we, wabwirwa n'iki ko uzakiza umugore wawe?

### Buri wese agume mu mwanya Imana yamushyizemo

17Ubundi rero buri muntu akomeze kubaho nk'uko Nyagasani yabimugeneye, mbese uko yari ari igihe Imana imuhamagaye; ni yo mabwiriza mpaye za Kiliziya zose.

18Niba hari uwahamagawe yarabanje kugenywa, ntakabihishahishe. Niba kandi hari utagenywe, ntakigenyeshe.

19Ari ukugenywa, cyangwa ukutagenywa, byose nta kavuro; icya ngombwa ni ugukurikiza amategeko y'Imana.

20Buri wese nagume uko yari ameze igihe ahamagawe.

21Mbese wahamagawe uri umucakara? Ibyo ntibiguhangayike; ndetse n'iyo waba wizeye kuzigobotora, ntibikubuze ituze mu bucakara bwawe.

22Kuko uwo Nyagasani yahamagariye mu bucakara, aba ari umwigenge muri Nyagasani. Kimwe n'uko uwahamagawe yigenga, aba ari umugaragu wa Kristu.

23Mwacungujwe igiciro gihambaye; ntimukisubize mu bucakara bw'abantu.

24Buri wese, bavandimwe, nagume uko yari ameze igihe atowe n'Imana.

### Imyifatire y'ingaragu n'abapfakazi

25Ku byerekeye ingaragu n'inkumi nta tegeko rya Nyagasani mbafitiye; ahubwo ndabagira inama y'umuntu wagiriwe impuhwe na Nyagasani kandi ukwiye kwizerwa.

26Ibyiza ni uko baguma uko bameze, kubera ingorane zo muri iki gihe. Rwose ndabona ko ibyiza ari uko umuntu yakwigumira uko ameze.

27Mbese usanganywe umugore? Witandukana na we. Mbese nta mugore washatse? Wigira uwo ushaka.

28Nyamara niba umushatse, nta cyaha ukoze; n'umukobwa aramutse ashyingiwe, nta cyaha aba akoze. Ariko abo ngabo bazahura n'ingorane z'urudaca, ari zo nifuzaga kubarinda.

29Mbibabwire rero, bavandimwe, igihe kirabashirana. Aho bigeze, abafite abagore nibabeho nk'aho batabagize;

30abarira bamere nk'aho batarira; abanezerewe bamere nk'aho batanezerewe; n'abacuruza bamere nk'aho nta cyo batunze;

31n'abakoresha iby'iyi si ntibagatwarwe na byo, kuko imisusire y'iyi si ihita bwangu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

32Icyo nabifuriza ni ukubaho nta mpagarara. Umuntu utashatse ahihibikanira ibyerekeye Nyagasani, ashaka uko yanyura Imana.

33Naho ufite umugore aharanira iby'isi, ashakashaka uko yanyura umugore we,

34maze akaba yisatuyemo kabiri. Bityo, n'umugore cyangwa umukobwa batashatse bahihibikanira ibyerekeye Nyagasani, ngo bamutunganire ku mubiri no ku mutima. Naho umugore washatse aharanira iby'isi, ashakashaka uko yashimisha umugabo we.

35Ibyo mbibabwiriye kubafasha, atari umutego mbagushamo, ahubwo ari ukugira ngo mukore ikirushijeho gutungana kandi mwegukire Nyagasani, nta nkomyi.

36Niba umusore asanze ko yaba ahemukiye umukobwa yasabye badashyingiranwe kandi yumva amufitiye irari, nibashyingiranwe uko bisanzwe, kuko ari ko abishaka, kandi nta cyaha kirimo.

37Nyamara niba uwo musore yiyemeje mu mutima we kudashakana n'uwo mukobwa, nta gahato kamuriho, ahubwo abikuye ku bwende bwe, azaba agize neza.

38Bityo, ushyingiwe aba agize neza, ariko udashyingiwe aba arushijeho kugira neza.

39Umugore ahambiriye ku mugabo we igihe cyose akiriho. Nyamara uwo mugabo aramutse apfuye, umugore afite uburenganzira bwo kwishakira undi mugabo yishimiye, ariko wo mu bemera gusa.

40Cyakora uko mbyumva, yarushaho kugubwa neza yigumiye aho; kandi ndakeka ko nanjye mfite Roho w'Imana.

## Abanyakorinti, iya 1 8

### Inyama zatuwe ibigirwamana

1Ku byerekeye inyama zatuwe ibigirwamana ni koko: twese tubifitemo ubujijuke (nk'uko mubivuga). Nyamara ubumenyi butera kwirata, naho urukundo rukajijura.

2Niba hari uwibwira ko hari icyo azi, ntarageza aho kumenya uko bikwiye.

3Ariko niba hari ukunda Imana, uwo nguwo azwi n'Imana.

4None se byaba byemewe kurya inyama zatuwe ibigirwamana? Tuzi ko nta kigirwamana kibaho ku isi, kandi ko nta yindi mana iriho, usibye Imana imwe rukumbi.

5Koko, n'ubwo hariho ibyitwa imana byinshi mu ijuru no ku isi — koko kandi ibigirwamana n'ibikomerezwa ntibibarika! —

6kuri twe habaho Imana imwe, ari yo Mubyeyi, byose biturukaho, ari na Yo tugana; hakabaho na Nyagasani umwe, Yezu Kristu, ari We ubeshaho byose, natwe tukabeshwaho na We.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7Ariko bose si ko babifitemo ubujijuke. Hariho bamwe bakiva mu by'ibigirwamana, maze baba bariye inyama zabituwe, umutimanama wabo udakomeye ukabemeza ko bahumanye.

8Mu by'ukuri si ibiribwa bizatugeza ku Mana; tubiriye, tutabiriye, nta cyo tuzaba duhombye cyangwa twungutse.

9Cyakora mwitondere ubwo burenganzira mubifitemo, ngo hato butagusha abanyantege nke.

10Koko se umunyantege nke aramutse akubonye urira mu ngoro y'ibigirwamana, kandi witwa ko ujijutse, ntiyaboneraho akarya izo nyama zatuwe ibigirwamana, kandi umutima we utabimwemerera?

11Bityo rero ubujijuke bwawe buzaba bugushije umunyantege nke, kandi ari umuvandimwe Kristu yapfiriye.

12Muri uko gucumurira abavandimwe banyu mubakomeretsa ku mutima usanzwe udakomeye, ubwo ni Kristu muba mucumuriye.

13Kubera iyo mpamvu, niba ibyo kurya bigusha umuvandimwe wanjye, nzazinukwa inyama burundu, aho kugusha umuvandimwe wanjye.

## Abanyakorinti, iya 1 9

### Pawulo ahara ibyo afitiye uburenganzira

1Mbese jye simfite ubwigenge ? Mbese sindi intumwa? Mbese jye sinabonye Yezu Umwami wacu? Mbese si mwe musaruro wanjye muri Nyagasani?

2Niba ku bandi ntari intumwa, nibura ndi yo kuri mwebwe, kuko ukuri k'ubutumwa Nyagasani yanshinze kubagaragariramo.

3Dore icyo nsubiza abaninura.

4Mbese twebwe ntitwagira uburenganzira bwo guhabwa ibyo kurya no kunywa?

5Mbese twe ntitwashobora kugendana n'umugore duhuje ukwemera, nk'uko izindi ntumwa, n'abavandimwe ba Nyagasani, na Kefasi babigenza?

6Cyangwa se tuzabe ari twe twenyine, jyewe na Barinaba, duhatirwa gukorera ibidutunga?

7Ni iyihe ngabo yagiye ku rugamba, kandi igomba no kwigemurira? Ni nde wahinga umuzabibu, ntawuryeho imbuto? Cyangwa se ni nde wakorora ubushyo, maze ntanywe amata yabwo?

8Ibyo se byaba bishingiye gusa ku matwara y'abantu, cyangwa ahubwo bishyigikiwe n'Amategeko y'Imana?

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Koko mu Mategeko ya Musa haranditswe ngo *«Ntuzahambire umunwa w'ikimasa kivungagura ingano.»* Ubwo se Imana yaba koko ishishikajwe n'ibimasa?

10Ahubwo si twebwe ibivugira? Ni koko, ibyo ni twebwe byandikiwe; kuko uhinga wese ahingana icyizere, n'uhura ingano akagira icyizere cyo guhabwa umugabane we.

11Ubwo twababibyemo imbuto z'Imana, murasanga bikabije ko dusarura ku byo mutunze?

12Niba abandi babafiteho ubwo burenganzira, twe twabuzwa n'iki kububagiriraho? Nyamara nta bwo twigeze tubwitwaza! Twihanganiye byose, ngo hato tudatera imbogamizi Inkuru Nziza ya Kristu.

13Ariko se ntimuzi ko abakorera Ingoro y'Imana batungwa n'iyo Ngoro nyine, n'abahereza ku rutambiro, bagahabwa umugabane ku byo batuye?

14Bityo rero, n'abogeza Inkuru Nziza, Nyagasani yabageneye gutungwa na yo.

15Icyakora nta cyo nigeze nitwaza muri ibyo byose; kandi simbibandikiye ngo mukurizeho kugira icyo mumpa; ahubwo nahitamo gupfa, aho gucuzwa iryo shema n'ubonetse wese.

16Kuba naramamaje Inkuru Nziza, si byo byatuma nirata, kuko ari umurimo ngombwa nashinzwe; ndiyimbire rero niba ntamamaje Inkuru Nziza!

17Yabaye rero nabikoraga ku bwende bwanjye, nari nkwiye kubihemberwa; ariko ubwo mbitegetswe, ni umuzigo nahawe.

18Ubwo se ishimwe ryanjye rishingiye he? Rishingiye mu kwamamaza Inkuru Nziza ku buntu, ntarambirije ku burenganzira mpabwa na yo.

19N'ubwo nigenga kuri bose, nahisemo kwigira umugaragu wa bose, kugira ngo nigarurire benshi muri bo.

20Nigize Umuyahudi mu Bayahudi, kugira ngo nshobore gushyikira Abayahudi; kandi jyewe utakigengwa n'amategeko nemeye kumvira Amategeko nk'abayagenewe, ari ukugira ngo nigarurire abagengwa n'amategeko.

21Kandi jyewe utabuze itegeko ry'Imana ringenga, kuko Kristu ari we ungenga, nigize nk'utagira amategeko, rwagati mu batagira amategeko, ari ukugira ngo mbigarurire na bo.

22Nigize umunyantege nke mu banyantege nke, ngo niyegereze abanyantege nke. Nihwanyije na bose muri byose, kugira ngo ngire abo mbarokoramo.

23Ibyo kandi mbikorera Inkuru Nziza kugira ngo nzayigireho uruhare.

### Urugero rw'abakinira kurushanwa

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

24Ntimuzi se ko abasiganwa ku kibuga cy'imikino biruka bose ariko igihembo
kikegukana umwe? Ngaho rero nimwiruke namwe kugira ngo mwese mugitsindire.

25Urushanwa wese yigomwa byinshi, kandi aba aharanira ikamba rizayoka; naho
twebwe iryo duharanira, ntirizashira.

26Nguko rero uko jye niruka, sinkora hirya no hino; nguko kandi uko ndwana,
sinigera mpusha.

27Ahubwo umubiri wanjye ndawuhana nkawukandamiza kugira ngo ntazavaho
mpigikwa, maze kwamamaza Inkuru Nziza mu bandi.

## Abanyakorinti, iya 1 10

### Imyifatire ya Israheli mu butayu nibabere urugero

1Bavandimwe, sinshaka ko muyoberwa ukuntu abasekuruza bacu bose bagendaga
bayobowe n'igihu cyererana, bose bakambuka inyanja,

2bose bakabatirizwa muri cya gihu na ya nyanja, bifatanyije na Musa.

3Bose basangiye ibyo kurya bimwe bikomoka mu ijuru ;

4kandi bose bashoka iriba rimwe rikomoka mu ijuru ; nuko bakanywa amazi avubuka
mu rutare bahawe n'Imana, rukagenda rubaherekeje, kandi urwo rutare rwarangaga
Kristu.

5Nyamara benshi muri bo si ko banyuze Imana, ni yo mpamvu intumbi zabo
zararitswe mu butayu.

6Ibyo byose byabereye kuducira amarenga, kugira ngo tutararikira ikibi, nk'uko na
bo bakirarikiye.

7Ntimugasenge ibigirwamana, nk'uko bamwe muri bo babigize, mbese nk'uko
byanditswe ngo *«Nuko imbaga iricara, bararya, baranywa, nyuma barahaguruka,*
*barabyina ».*

8Twirinde gusambana, nk'uko bamwe muri bo babikoze, maze bagapfamo abageze
ku bihumbi makumyabiri na bitatu umunsi umwe.

9Twirinde no kwinja Nyagasani, nk'uko bamwe muri bo bamugerageje, maze
batsembwa n'inzoka z'ubumara.

10Ntimukitotombe, nk'uko bamwe muri bo binubye, maze Umunyacyorezo
akaboreka.

11Ibyababayeho biraducira amarenga, kandi byandikiwe kutuburira, twe twegereje
amagingo ya nyuma.

12Bityo rero uwibwira ko ahagaze, aritonde atagwa.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13 Nta bwo mwigeze muterwa n'ibishuko bibarenze. Imana ni indahemuka; ntiyakwemera ko mushukwa birenze imbaraga zanyu; ahubwo izabaha uburyo bwo kwivana mu bishuko n'imbaraga zo kubyihanganira.

### Kutagirana ubusabane na Sekibi

14 Kubera iyo mpamvu rero, nkoramutima zanjye, nimwirinde gusenga ibigirwamana.

15 Reka mbabwire nk'abaciye akenge, namwe ubwanyu mwirebere ukuri kw'ibyo mvuga.

16 Mbese inkongoro y'umugisha tunyweraho dushimira Imana, si ugusangira amaraso ya Kristu? N'umugati tumanyurira hamwe, si ugusangira Umubiri wa Kristu?

17 Kubera uwo mugati umwe, n'ubwo twebwe turi benshi, tugize umubiri umwe, kuko twese nyine duhujwe n'umugati umwe.

18 Nimurebere ku rubyaro rwa Israheli: mbese abarya ku bitambo byatuwe ntibaba bunze ubumwe n'urutambiro?

19 Mbese mvuge ngo iki? Ko inyama zatuwe ibigirwamana, hari icyo zivuze? Cyangwa se ko ikigirwamana hari icyo kimaze?

20 Ashwi da! Kuko ibyo bitambo byabo, atari Imana babitura, ahubwo biturwa Sekibi, kandi sinshaka ko mugirana ubusabane na we.

21 Ntimushobora kunywera icyarimwe ku nkongoro ya Nyagasani no ku nkongoro ya Sekibi; ntimushobora kubangikanya ameza ya Nyagasani n'aya Sekibi.

22 Cyangwa se twaba dushaka kwikururira ishyari ry 'Imana? Twaba se tuyirusha amaboko?

### Byose bikorerwe ikuzo ry'Imana

23 «Byose tubifitiye uburenganzira!» (nk'uko bamwe babivuga), nyamara byose ntibidufitiye akamaro; «Byose tubifitiye uburenganzira», ariko byose si ko bitera inkunga.

24 Ntihakagire uwikurikiranira inyungu ye bwite, ahubwo aharanire iy'abandi.

25 Nimwirire rero ibigurirwa ku isoko byose, mutiriwe musiganuza aho biturutse ngo bibakure umutima,

26 *«kuko isi yose ari iy'Imana, n'ibiyiriho byose.»*

27 Niba kandi uwo mudasangiye ukwemera aramutse agutumiye, irire ibyo akuzimaniye byose, utiriwe usiganuza ngo bigukure umutima.

28 Ariko hagize ukubwira ati «Izi nyama zatuwe ibigirwamana», ntuziryeho ubigiriye


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

uwakuburiye ngo utamutera guhagarika umutima;

29umutima mvuga rero si uwawe, ahubwo ni umutimanama w'undi. Kuki ubwigenge bwanjye bwaba bushingiye ku mutimanama w'undi?

30Niba ngize icyo ndya nshimira Imana, kuki hagira ungayira ibyo nakurijeho gushimira?

31Ari igihe rero murya, ari n'igihe munywa, icyo mukoze cyose, mujye mugikorera guhesha Nyagasani ikuzo.

32Ntimukagire uwo mutera imbogamizi, yaba Umuyahudi, yaba Umugereki, yaba uwo mu Kiliziya y'Imana.

33Nguko uko nanjye ngerageza gushimisha bose muri byose, ntaharanira inyungu yanjye bwite, ahubwo ifitiye abenshi akamaro ngo bakurizeho gukira.

## Abanyakorinti, iya 1 11

1Nimube rero abakurikiza banjye, nk'uko nanjye nkurikiza Kristu.

### Imyifatire ikwiye mu makoraniro

2Ndabashimira ko muhora munyibuka, kandi mu budahemuka mukikomezamo ibyo nababwirije byose.

3Nyamara dore icyo mukwiye kumenya: Kristu ni we mugenga wa buri mugabo, umugore na we akagengwa n'umugabo; na we Kristu akagengwa n'Imana.

4Umugabo wese usenga cyangwa uhanura yitwikiriye umutwe, aba asuzuguye umutegetsi we.

5Naho umugore wese usenga cyangwa uhanura atitwikiriye umutwe, aba asuzuguye umutegetsi we; mbese ni nk'aho yaba yimojeho umusatsi.

6Niba rero umugore adateze igitambaro, n'imisatsi yose nayimareho! Nasanga ariko bimuteye isoni kwimoza cyangwa kwikemuza, nategе igitambaro!

7Umugabo we ntagomba kwipfuka mu mutwe, kuko ari ishusho n'uburanga bw'Imana; naho umugore akaba ikuzo ry'umugabo we.

8N'ubundi umugabo si we wakomotse ku mugore, ahubwo umugore ni we wakomotse ku mugabo.

9Kandi umugabo koko si we waremewe umugore, ahubwo umugore ni we waremewe umugabo.

10Ngiyo impamvu umugore agomba kwambara ku mutwe ikimenyetso cy'uko agengwa, mbese abigiriye n'abamalayika.

11Nyamara muri Nyagasani umugabo wese agizwe n'umugore, n'umugore agizwe


© 2012, Bible Society of Rwanda.

n'umugabo we.

12N'ubwo umugore yavuye ku mugabo, umugabo na we akabyarwa n'umugore, bombi baturuka ku Mana.

13Ngaho namwe nimumbwire: bishoboka bite ko umugore asenga Imana atitwikiriye umutwe?

14N'ubusanzwe biteye isoni ko umugabo atendeza imisatsi,

15nyamara ni ishema ry'umugore ko ayitunga atyo, bikurikije kamere yabo bombi, kuko umugore yayiherewe kumutwikira.

16Ahasigaye ushaka guhariranya, amenye ko atari umuco wacu, si n'uwa Kiliziya z'Imana.

## Isangira rya Nyagasani

17Tuvuye muri ibyo hari n'ibindi ntabashimaho: amakoraniro yanyu, aho kubagirira akamaro, abagwa nabi.

18Icya mbere cyo, bambwiye ko, iyo muhuriye mu ikoraniro, mwiremamo ibice kandi bisa n'aho ari byo:

19wagira ngo ni ngombwa ko muri mwe habamo amakimbirane, kugira ngo ababakomeyemo bigaragaze.

20Igihe rero muteraniye hamwe, ntimuhuzwa n'isangira rya Nyagasani,

21kuko buri wese amaranira kurya ibyo yizaniye, ku buryo umwe yicwa n'inzara, undi yasinze.

22Mbese nta mazu mugira yo kuriramo no kunyweramo? Cyangwa muzanwa no gusuzugura imbaga y'Imana, no gukoza isoni abatagira icyo bafite ? Mbabwire iki se? Mbashime se ? Oya, muri ibyo simbashimye.

23Jyewe rero dore ibyo nashyikirijwe na Nyagasani, bikaba ari byo nabagejejeho: Nyagasani Yezu, araye ari butangwe, yafashe umugati,

24amaze gushimira, arawumanyura, avuga ati «Iki ni umubiri wanjye ubatangiwe; mujye mubikora namwe bibe urwibutso rwanjye.»

25Barangije kurya, n'inkongoro ayigenzereza atyo, avuga ati «Iyi ni inkongoro y'Isezerano rishya, rishingiye ku maraso yanjye; mujye mubikora namwe, kandi igihe cyose muyinywereyeho, bibe urwibutso rwanjye.»

26Kuko igihe cyose murya uyu mugati, mukanywa no kuri iyi nkongoro, muba mwamamaza urupfu rwa Nyagasani, kugeza igihe azazira.

27Ni cyo gituma uzarya uyu mugati, akanywa no kuri iyi nkongoro ya Nyagasani, atabikwiye, azaba acumuriye umubiri n'amaraso bya Nyagasani.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

28Buri wese nabanze yisuzume rero, maze abone kurya uwo mugati no kunywa kuri iyo nkongoro;

29kuko uwarya cyangwa akanywa atubahirije umubiri wa Nyagasani, aba ariye kandi anyoye ikizamubyarira ubucibwe.

30Ni cyo gituma benshi muri mwe barwaye kandi bamugaye, ndetse bamwe bakaba barapfuye.

31Iyaba twabanzaga kwisuzuma ubwacu, nta rundi rubanza twacirwa.

32Ariko Nyagasani adutonganyiriza kutugorora, kugira ngo tutarohamana n'iyi si.

33Bityo rero, bavandimwe, igihe muhuriye gusangira, nimurindirane.

34Niba hari ushonje, nabanze ahembukire iwe, kugira ngo ikoraniro ryanyu ritababyarira ubucibwe. Ibisigaye nzabitunganya, igihe nzaba naje.

## Abanyakorinti, iya 1 12

### Ingabire za Roho Mutagatifu

1Bavandimwe, sinshaka ko muba injiji mu byerekeye ingabire za Roho.

2Mwibuke ko igihe mwari mutarayoboka Imana, mwagendaga mutwawe n'ibigirwamana bijunjamye.

3Ni yo mpamvu mbamenyesha ko nta we ubwirizwa na Roho w'Imana, ngo agire ati «Yezu arakaba ikivume», nk'uko nta wavuga ngo «Yezu ni Nyagasani», atabibwirijwe na Roho Mutagatifu.

4Ingabire ziranyuranye, ariko Roho ni umwe;

5muri Kiliziya kwitangira abandi biri kwinshi, ariko Nyagasani ni umwe;

6uburyo bwo gukora buri kwinshi, ariko Imana ni Yo itunganya byose muri bose.

7Koko rero, buri wese ahabwa kugaragaza ibyo Roho w'Imana amukoreramo, ngo bigirire akamaro bose.

8Ku bwa Roho, umwe ahabwa kuvuga amagambo yuje ubushishozi, undi agahabwa kuvugana ubumenyi, muri uwo Roho nyine;

9umwe ahabwa ukwemera guhebuje abikesha uwo Roho, undi agahabwa ingabire yo gukiza abarwayi na none muri uwo Roho nyine;

10umwe yegurirwa ububasha bwo gukora ibitangaza, undi akagabirwa guhanura; umwe ahabwa kurobanura ibiturutse ku Mana n'ibiyitambamiye, undi agahabwa kuvuga mu ndimi nyinshi, hakaba n'uhabwa kuzisobanura.

11Ariko ibyo byose bikorwa na Roho umwe rukumbi, ugabira buri wese uko

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

abyishakiye.

### Ingingo ni nyinshi, umubiri ukaba umwe

12Mu by'ukuri umubiri ni umwe, kandi ugizwe n'ingingo nyinshi; ariko izo ngingo zose, n'ubwo ari nyinshi, zigize umubiri umwe: ni ko bimeze no muri Kristu.

13Twese twabatirijwe muri Roho umwe, ngo tube umubiri umwe. Twaba Abayahudi cyangwa Abagereki, twaba abacakara cyangwa abigenga, twese twuhiwe Roho umwe.

14Koko rero umubiri ntugizwe n'urugingo rumwe gusa, ahubwo ugizwe na nyinshi.

15Niba ikirenge kivuze kiti «Ubwo ntari ikiganza, nta ho mpuriye n'umubiri», byakibuza kuba urugingo rw'umubiri?

16Niba ugutwi kuvuze kuti «Ubwo ntari ijisho, nta ho mpuriye n'umubiri», byakubuza kuba urugingo rw'umubiri?

17Niba umubiri wose ubaye ijisho, kumva byaherera he? Niba byose bibaye ugutwi, uguhumurirwa kwaherera he?

18Noneho rero Imana yagennye umwanya wa buri rugingo mu mubiri uko yabyishakiye.

19Yabaye byose byarabaye urugingo rumwe, umubiri wari kuba he?

20Ingingo rero ni nyinshi, ariko umubiri ukaba umwe.

21Ijisho ntirishobora kubwira ikiganza ngo «Singukeneye», n'umutwe ngo ubwire ibirenge uti «Simbakeneye».

22Byongeye kandi n'ingingo zisa nk'aho ari nta ntege, na zo ziba ngombwa,

23ndetse n'izo dukeka ko zisuzuguritse, ni zo twubaha cyane, maze izirusha izindi gutera isoni, tukarushaho kuzubahiriza.

24Naho ingingo zacu zisanzwe ntizijya ziduhangayika. Cyakora Imana yateye umubiri ku buryo buha icyubahiro ingingo zari zitacyifitemo,

25ari ukugira ngo umubiri utibyaramo amakimbirane, ahubwo ingingo zose zibe magirirane.

26Niba hari urugingo rubabaye, izindi zose zisangira ako kababaro; niba hari urugingo rumerewe neza, izindi na zo zirishima.

27Namwe rero muri umubiri umwe ari wo Kristu, kandi mukaba ingingo ze, buri muntu ku giti cye.

28Bityo rero, abo Imana yashyizeho muri Kiliziya, aba mbere ni intumwa, aba kabiri ni abahanuzi, aba gatatu ni abigisha. Hanyuma ikurikizaho abakora ibitangaza;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

abafite ingabire yo gukiza abarwayi, iyo gutabarana, iyo kuyobora n'iyo kuvuga mu ndimi.

29Mbese bose ni intumwa? Bose se ni abahanuzi? Cyangwa ni abigisha? Mbese bose bakora ibitangaza?

30Cyangwa bafite ingabire yo gukiza? Bose se bavuga mu ndimi? Cyangwa bose bazi kuzisobanura?

31Nimuharanire ingabire zisumbuye, kandi ngiye kubereka izitambutse zose.

## Abanyakorinti, iya 1 13

1N'aho navuga indimi z'abantu n'iz'abamalayika, ariko singire urukundo, naba ndi nk'icyuma kibomborana cyangwa inzogera irangira.

2N'aho nagira ingabire y'ubuhanuzi, ngahishurirwa amayobera yose n'ubumenyi bwose; n'aho nagira ukwemera guhambaye, kumwe gushyigura imisozi, ariko ndafite urukundo, nta cyo mba ndi cyo.

3N'aho nagabiza abakene ibyo ntunze byose, n'aho nahara umubiri wanjye ngo utwikwe, ariko nta rukundo mfite, nta cyo byaba bimariye.

4Urukundo rurihangana, rwitangira abandi, ntirugira ishyari; urukundo ntirwirarira, ntirwikuririza;

5nta cyo rukora kidahwitse, ntirurondera akari akarwo, ntirurakara, ntirugira inzika;

6ntirwishimira akarengane, ahubwo ruhimbazwa n'ukuri.

7Urukundo rubabarira byose, rwemera byose, rwizera byose, rukihanganira byose.

8Urukundo ntiruteze gushira. Ubuhanuzi se? Buzashira. Indimi zo se? Zizaceceka. Ubumenyi se? Buzayoka.

9Koko ubumenyi bwacu buracagase, kimwe n'uko ubuhanuzi bwacu bucagase.

10Igihe rero ibyuzuye bizahinguka, iby'igicagate bizazimira!

11Mu gihe nari umwana, navugaga ay'abana, ngatekereza nk'abana, nkazirikana nk'abana; aho mbereye umugabo, nikuyemo ibya rwana byose.

12Ubu ngubu turasa n'abarebera mu ndorerwamo, ku buryo budafututse, ariko hari igihe tuzarebana imbonankubone. Ubu ngubu ibyo nzi biracagase, ariko icyo gihe nzamenya nk'uko nzwi.

13Kugeza ubu, ukwemera, ukwizera n'urukundo uko ari bitatu, birabangikanye; ariko icy'ingenzi muri byo ni urukundo.

## Abanyakorinti, iya 1 14

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Ingabire za Roho zitangirwa akamaro rusange

1Ngaho rero nimukurikirane urukundo, kandi muharanire ingabire za Roho, cyane cyane iy'ubuhanuzi.

2Kuko uvuga mu ndimi aba atabwira abantu, ahubwo Imana; koko kandi nta we uba amwumva; aba avuga ibimuri mu mutima ariko by'amayobera.

3Nyamara uhanura we, aba abwira abantu, akababakomeza, akabashishikaza, akabahumuriza.

4Uvuga mu ndimi ni we ubwe wiyungura, naho uhanura aba agiriye akamaro ikoraniro ry'abavandimwe.

5Nakwifuza ko mwese muvuga mu ndimi, ariko icyo nahitamo ni uko mwahanura. Uhanura asumbye uvuga mu ndimi, keretse rero nyirukuzivuga ashoboye no kuzisobanura, bigakomeza ikoraniro.

6Tuvuge nk'ubu, bavandimwe, nje iwanyu nkivugira mu ndimi, naba mbamariye iki, ijambo ryanjye ritagize icyo ribahishurira, mu bumenyi, mu buhanuzi, cyangwa mu nyigisho?

7Ni kimwe n'ibyo bacurangisha, nk'umwirongi cyangwa inanga; bibaye bidasobanuye amajwi yabyo, watandukanya ute imicurangire y'umwirongi n'iy'inanga?

8Akarumbeti kataranguruye ijwi, ni nde wakwitegura kujya ku rugamba?

9Namwe rero: niba indimi zanyu zidasobanura amagambo, ibyo muvuga bizumvikana bite? Mwaba mucurangira abahetsi.

10Amagambo akoreshwa ku isi ni menshi, kandi nta n'ijambo na rimwe ridafite icyo risobanura.

11Habaye rero umbwira amagambo ntumva, naba mubereye nk'umunyamahanga, na we kandi akambera umunyamahanga.

12Namwe rero nimuharanire ingabire za Roho, ndetse muzikenukeho cyane, ariko murarikiye gukomeza ikoraniro.

13Ni yo mpamvu uvuga mu ndimi akwiye no gusaba Imana ingabire y'ubusobanuzi.

14Kuko iyo nsenga mu ndimi, umutima wanjye uba usenga, ariko ubwenge bwanjye nta cyo buhungukira.

15Bigende bite rero? Nzasengera mu mutima, ariko n'ubwenge bwanjye bushyireho akabwo. Nzaririmbira mu mutima, ariko n'ubwenge bushyireho akabwo.

16Naho ubundi niba ushimiye Imana mu mutima gusa, uri kumwe n'umuntu utabisobanukiwemo, yasubiza ate «Amen» kuri uko gushimira kwawe, kandi atumva

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

icyo uvuga?

17Ugushimira kwawe yego ni kwiza, ariko nta cyo kumariye uwo nguwo.

18Nanjye ubwanjye mvuga mu ndimi, ndetse mbibarusha mwese — Imana ishimwe —

19ariko iyo ndi mu ikoraniro mpitamo kuvuga amagambo make cyane yumvikana, afitiye abandi akamaro, aho gusukiranya menshi mu ndimi.

20Bavandimwe, mu byo gushishoza ntimukigire nk'abana; mu byo gukora nabi ho, nimube abana koko, ariko mu byo gushishoza, mugenze nk'abantu bakuze.

21Mu Mategeko haranditse ngo *«Uyu muryango nzawubwiza izindi ndimi mu munwa w'abanyamahanga, ariko na bwo ntibazanyumva, uwo ari Nyagasani ubivuga.»*

22Nuko rero kuvuga mu ndimi si ikimenyetso kigenewe abemera, ahubwo kireba abatemera ; naho ubuhanuzi bwo si ikimenyetso kireba abataremera; ahubwo kigenewe abemera.

23Tuvuge nk'igihe Kiliziya yose ikoranye, maze mwese mukavuga mu ndimi, nyuma hakinjira uwo tudasangiye ukwemera cyangwa udasobanukiwe mu byacu, ntiyakurikizaho kubita abasazi?

24Ibiri amambu, hagize usanga mwese muhanura, yaba uwo tudasangiye ukwemera cyangwa udasobanukiwe mu byacu, azumva bose bamuhurijeho ijambo rimutera kwisuzuma no kwicuza,

25nuko ibyari byihishe mu mutima we bigaragare; maze agwe yubitse uruhanga, aramye Imana, yemeza ko Imana muri kumwe koko.

### Ibikwiye gukurikizwa mu makoraniro

26Turangirize ku ki rero, bavandimwe? Igihe mukoraniye hamwe, umwe ashobora gutera indirimbo, undi akigisha, undi agatangaza ibyo yahishuriwe, undi akavuga mu ndimi, undi akazisobanura; ibyo byose kandi bikagiririrwa akamaro rusange.

27Niba hari abavuga mu ndimi, babe babiri cyangwa batatu gusa, kandi bavuge umwe umwe, ndetse habe n'uzisobanura.

28Niba nta musobanuzi uhari, babyihorere; aho kuvuga mu ndimi, muzirikane mu mutima gusa kandi mubwira Imana.

29Abahanuzi na bo, havuge babiri cyangwa batatu, maze abandi basuzume ibyo bavuga.

30Hagize uwo mu ikoraniro ugize atya agahishurirwa ikintu, uwavugaga ahite aceceka.

31Mwese mushobora guhanura, ariko mugahana umwanya kugira ngo buri wese


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

abonereho kujijuka no gushishikazwa.

32Umuhanuzi wese agenga ingabire yahawe.

33Kuko Imana yacu atari iy'akajagari, ahubwo ni iy'amahoro.

34Nk'uko bimeze muri za Kiliziya zose z'abatagatifujwe, abagore bajye baceceka mu makoraniro; ntibemerewe kuhafatira ijambo, ahubwo bajye batuza nk'uko Amategeko ubwayo abivuga.

35Niba hari icyo bifuza kujijukirwaho, bajye basobanuza abagabo babo mu rugo. Kuko bidakwiye ko umugore avugira mu ruhame.

36Mbese mwibwira ko Ijambo ry'Imana rikomoka iwanyu? Cyangwa se ko ari mwe mwenyine ryashyikirijwe?

37Niba hari uwikekaho ubuhanuzi, cyangwa ko ahishurirwa na Roho, amenyereho ko ibyo mbandikiye ari itegeko rya Nyagasani.

38Niba atabizi, ni uko na we Imana itamuzi!

39Nuko rero, bavandimwe, nimuharanire ingabire y'ubuhanuzi, kandi ntimukange ko bavuga mu ndimi.

40Ariko byose bikorwe neza nk'uko bikwiye.

## Abanyakorinti, iya 1 15

### Izuka rya Kristu

1Bavandimwe, ndabibutsa Inkuru Nziza nabagejejeho, ari yo mwakiriye kandi mukaba muyihambiriyeho,

2ikaba ari na yo izabakiza niba muyikomeyeho nk'uko nayibigishije; naho ubundi ukwemera kwanyu kwaba ari impfabusa.

3Koko rero icya mbere cyo nabagejejeho, ni icyo nanjye nashyikirijwe: ko Kristu yapfuye azize ibyaha byacu, nk'uko byari byaranditswe.

4Ko yahambwe, ko yazutse ku munsi wa gatatu, nk'uko byari byaranditswe.

5Ko yabonekeye Kefasi, hanyuma akabonwa na ba Cumi na babiri.

6Hanyuma yongeye kubonwa n'abavandimwe magana atanu icya rimwe ; abenshi muri bo baracyariho, abandi barapfuye.

7Hanyuma yabonekeye Yakobo, nyuma abonekera intumwa zose icyarimwe.

8Ubw'imperuka, nanjye arambonekera, jye umeze nk'uwavutse imburagihe.

9Koko jyewe ndi uwa nyuma mu ntumwa zose; sinkwiriye no kwitwa intumwa, kuko natoteje Kiliziya y'Imana.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Ariko uko ndi kose, mbikesha ingabire y'Imana, kandi iyo ngabire ntiyambayemo impfabusa. Ahubwo ndetse nakoreye kubarusha bose; nyamara si ku bwanjye, ni ku bw'ingabire y'Imana indimo.

11Uko biri kose, yaba jye, cyangwa bo, ngibyo ibyo twamamaza, kandi ari na byo mwemeye.

### Izuka ry'abapfuye

12Ubwo hamamazwa ko Kristu yazutse mu bapfuye, bishoboka bite ko bamwe muri mwe bavuga ko abapfuye batazazuka?

13Niba abapfuye batazazuka, Kristu na we ubwo ntiyazutse.

14Niba kandi Kristu atarazutse, ibyo twigisha nta shingiro, n'ukwemera kwanyu gufashe ku busa.

15Bikaba ndetse twaba abahamyabinyoma b'Imana, kuko twemeje ko yazuye Kristu, kandi itaramuzuye, niba ari byo ko abapfuye batazuka.

16Koko niba abapfuye batazuka, na Kristu ubwo ntiyazutse.

17Kandi niba Kristu atarazutse, ukwemera kwanyu ni amanjwe, mukaba mukiri mu byaha byanyu.

18Bityo rero, n'abapfuye bizeye Kristu barayoyotse.

19Niba kwizera Kristu kwacu guhagarariye kuri ubu bugingo gusa, twaba dukwiye kubabarirwa bitambukije abandi bose.

20Oya kandi, Kristu yazutse koko mu bapfuye, aba umuzukambere mu bapfuye bose.

21Nk'uko kandi urupfu rwakuruwe n'umuntu umwe, ni na ko izuka ry'abapfuye ryazanywe n'umuntu umwe.

22Kimwe n'uko bose boramye bitewe na Adamu, ni na ko bose bazasubizwa ubugingo biturutse kuri Kristu;

23nyamara buri wese mu rwego rwe: uw'ibanze ni Kristu, nyuma hateho abamuyobotse, igihe azazira.

24Nuko byose bizarangire, igihe azegurira Ubwami Imana se, amaze gusenyagura icyitwa ubuhangange, ubutegetsi n'ububasha cyose.

25Kuko agomba kwima ingoma kugeza ko azashyira abanzi be bose mu nsi y'ibirenge bye.

26Umwanzi w'imperuka uzarimburwa, ni urupfu,

27kuko byanditswe ngo *«byose yabishyize mu nsi y'ibirenge bye.»* Igihe rero Kristu azavuga ati «Byose biranyeguriwe», birumvikana ko hatabariwemo


© 2012, Bible Society of Rwanda.

Uwabimweguriye byose.

28Nuko rero igihe byose bizaba bimaze kumuyoboka, ubwo Mwana na we aziyegurire
Se wamweguriye byose, kugira ngo Imana ibe byose muri bose.

29Bitabaye ibyo, ababatirizwa abapfuye baba bashaka kugera ku ki? Niba koko
abapfuye batazuka, ni iki gituma bababatirizwa ?

30Natwe ubwacu kuki twahora twishyira mu makuba?

31Buri munsi ruhora rungera amajanja! Simbeshya, bavandimwe, mwe kuzo ryanjye
muri Kristu Yezu Umwami wacu.

32Biba byaramariye iki kurwanya inyamaswa zo muri Efezi , iyo nza kuba niringiye
ubu bugingo gusa? Niba abapfuye batazuka nimwemere koko «twirire kandi
twinywere, kuko ejo tuzapfa!»

33Ntimukishuke: kubana n'ababi byonona imigenzo myiza.

34Nimwice ku businzi burundu, mwirinde gucumura. Kuko muri mwe harimo abatazi
Imana na busa, ibyo mbivugiye kubakoza isoni.

**Abapfuye bazazuka bate?**

35Ubwo ntihabuze uwibaza ati «Abapfuye bazazuka bate? Bazahingukana umubiri
uteye ute?»

36Mbega injiji! Ese icyo ubibye ntikibanza gushanguka ngo kibyare ubuzima!

37Kandi icyo ubibye gitandukanye n'urubuto ruzaza; ni akabuto gasa k'ingano
cyangwa k'ikindi kindi.

38Nyuma Imana ikakihera imisusire uko ishaka, buri rubuto ku buryo bwihariye.

39Nta kinyabuzima gihuje kamere n'ikindi: abantu batandukanye n'inyamaswa,
n'inyoni, n'amafi.

40Hari ibyagenewe kuba mu kirere, n'ibyagenewe kuba ku isi; ariko byose
ntibinganya umucyo.

41Ububengerane bw'izuba butandukanye n'ubw'ukwezi, n'ubw'inyenyeri; ndetse nta
n'inyenyeri ishashagira nk'indi.

42Ni na ko bimeze mu kuzuka kw'abapfuye: umubiri ujyira mu gitaka gushanguka,
ukazukira mu budashanguka;

43ushyirwa mu gitaka ari nta kamaro, ukazukana ikuzo; ushyirwa mu gitaka ari nta
ntege, ukazukana ibakwe;

44hahambwa umubiri usanzwe wa muntu, hakazuka umubiri wahinduwe na Roho.
Ubwo koko habaho imibiri ya kamere gusa, hashobora no kubaho n'imibiri


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

yahinduwe na Roho.

45Ni na ko byanditswe ngo: Muntu wa mbere, Adamu, yagabiwe ubuzima bw'umubiri, ariko Adamu wa kabiri, ugizwe na Roho, atanga ubuzima.

46Cyakora habanza ubuzima bw'umubiri, hagakurikiraho ubuzima bwa Roho.

47Muntu wa mbere wavuye mu gitaka ni umunyagitaka; Muntu wa kabiri, we, aturuka mu ijuru.

48Uko umunyagitaka yabaye, ni na ko abanyagitaka bameze; uko uwaturutse mu ijuru ameze, ni na ko abagenewe ijuru bazaba.

49Nk'uko twabayeho mu misusire ya Muntu w'umunyagitaka, ni na ko kandi tuzagira imisusire y'Uwaturutse mu ijuru.

50Icyo nemeza cyo, bavandimwe, ni uko muntu, ku bw'umubiri n'amaraso, adashobora kwironkera umugabane mu Ngoma y'Imana, kimwe n'uko ubushanguke butakwigeza ku budashanguka.

51Ngiye noneho kubahishurira ibanga. Twese ntituzapfa; ahubwo twese tuzahindurwa ukundi,

52mu kanya gato, nk'uhumbije ijisho, akarumbeti k'imperuka kavuze. Koko akarumbeti kazavuga maze abapfuye bazukire kudashanguka, nuko natwe duhindurwe ukundi.

53Ni ngombwa ariko ko uyu mubiri wagenewe kubora ugezwa ku budashanguka, kandi uyu mubiri wagenewe gupfa ukagabirwa ukutazapfa.

54Igihe rero uyu mubiri ugenewe kubora uzagezwa ku budashanguka, kandi uyu mubiri ugenewe gupfa ukagabirwa ukutazapfa, ubwo ngubwo ibyanditswe bizaba byujujwe ngo *«Urupfu rwaburijwemo n'umutsindo.*

55*Rupfu we! Ugutsinda kwawe kuri he? Urubori rwawe ruri hehe, wa Rupfu we ?»*

56Koko rero urubori rw'urupfu ni icyaha, naho ububasha bw'icyaha buturuka ku mategeko.

57Dushimire Imana yaduhaye gutsinda ku bw'Umwami wacu Yezu Kristu.

58Nuko rero, bavandimwe nkunda, nimukomere, mwe guhungabana, mukomeze gukorera Nyagasani, muzi neza ko kuruhira Nyagasani bitazabapfira ubusa.

## Abanyakorinti, iya 1 16

### Imfashanyo zigenewe Abakristu b'i Yeruzalemu

1Ku byerekeye imfashanyo zigenewe abatagatifujwe, muzakurikize namwe amabwiriza nahaye Kiliziya zo mu Bugalati.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2Ku munsi wa mbere ukurikira isabato, ari ho ku cyumweru, buri wese ajye azigama
icyo yashoboye gusagura, ku buryo mutazarindira igihe nzazira ngo mwegeranye
amaturo.

3Ubwo ningera iwanyu nzohereza abo muzaba mwihitiyemo, bajyane amabaruwa
n'amaturo yanyu i Yeruzalemu.

4Nibiba ngombwa ko nanjye njyayo, tuzafatanya urugendo.

**Izindi ngendo Pawulo ateganyije**

5Nzaza iwanyu maze kwambukiranya Masedoniya, kuko nzayinyuramo gusa.

6Birashoboka ko nzatinda iwanyu, ndetse nkahaguma itumba ryose, kugira ngo
munshakire uburyo bwo gukomeza urugendo rwanjye.

7Sinshaka noneho kubakubita urubandu, ahubwo nizeye kuzagumana namwe
umwanya uringaniye, Nyagasani nabinyemerera.

8Icyakora nzaguma Efezi kugeza kuri Pentekositi,

9kuko umurimo wanjye wahugururiwe amarembo magari, n'ubwo hari
abantambamiye benshi.

10Niba Timote aramutse aje iwanyu, muramenye ntazagire icyo abishishaho, kuko
dufatanyije gukorera Nyagasani.

11Ntihazagire rero umusuzugura. Ahubwo muzamufashe mu rugendo rwe, ngo
angarukire amahoro; ndamutegereje hamwe n'abandi bavandimwe.

12Naho umuvandimwe wacu Apolo, namusabye nkomeje ngo azane n'abandi
bavandimwe iwanyu, ariko yabaye abyanze muri iki gihe, ngo azaza nabona
umwanya umutunganiye.

**Intashyo**

13Murabe maso rero, mukomere mu kwemera, mube abagabo, mube intwari;

14ibyanyu byose mubikorane urukundo.

15Indi nama nabungura, bavandimwe, ni ukutibagirwa ko Sitefana n'urugo rwe
babaye uburiza muri Akaya, bakaba baritangiye rwose abatagatifujwe.

16Nimushobokere abantu nk'abo, kimwe n'abandi bose bafatanyije imirimo
n'imiruho.

17Nanyuzwe n'uko Sitefana, Forutunati, na Akayikusi baje kunsura; barahababereye
rwose.

18Batwuruye umutima, ari jye, ari namwe. Mujye mumenya gushimira bene abo
bantu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

19Kiliziya zo muri Aziya zirabaramutsa. Akwila na Purisika barabatashya cyane muri
Nyagasani, hamwe na Kiliziya ikoranira iwabo.

20Abavandimwe bose barabatashya. Namwe rero muramukanye mwese, mu
muhoberano mutagatifu.

21Iyi ndamutso ni jye uyiyandikiye, jyewe Pawulo.

22Niba hari udakunda Nyagasani, uwo arakaba ikivume. Marana ta ! Ngwino,
Nyagasani!

23Ineza ya Nyagasani Yezu Kristu ihorane namwe.

24Ni jye, ubakundira mwese muri Kristu Yezu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Abanyakorinti, iya 2 1

### Indamutso

1Jyewe Pawulo, intumwa ya Kristu Yezu, uko Imana yabishatse, n'umuvandimwe wacu Timote, kuri Kiliziya iri i Korinti, no ku batagatifujwe bose muri Akaya:

2tubifurije ineza n'amahoro biva ku Mana, Umubyeyi wacu no kuri Nyagasani Yezu Kristu.

### Gusangira imibabaro n'uguhozwa

3Haragasingizwa Imana, Se w'Umwami wacu Yezu Kristu, Umubyeyi w'impuhwe zose kandi utanga ihumure ryuzuye.

4Ni yo iduhumuriza mu magorwa yacu yose ikaduha natwe guhumuriza abashavuye bose, tubagezaho ihumure twiherewe n'Imana.

5Nk'uko twahawe gusangira na Kristu imibabaro ye yose, ni na ko yadusenderejeho ihumure rishyitse muri We.

6Mbese amagorwa turimo, si yo ababyarira guhumurizwa no kurokoka? Kandi se iyo duhumurijwe, si byo bibabyarira kwihanganira imibabaro dusangiye, maze mukagira ituze?

7Turabizeye bihagije: kuba dusangiye imibabaro, bizatuma dusangira n'ihumurizwa.

8Koko, bavandimwe, ntitwababahisha akagatwagiriye muri Aziya; twakutse umutima birenze imivugire, tugeza n'aho twiheba nk'abagiye gupfa.

9Koko twari tumeze nk'abaciriwe urwo gupfa, ku buryo amizero yari yadushizemo, dusigaye twiringiye Imana gusa, Yo izura abapfuye.

10Ni Yo koko yatwaruye mu nzara z'urupfu, kandi izahora irutwaruramo. Twizeye rwose ko nta na rimwe izigera iduterera.

11N'amasengesho yanyu azabidufashamo, bityo umukiro wacu tuzawukeshe gusabirwa na benshi, maze twese hamwe tuzafatanye gushimira Imana ubwo buntu izatugirira.

### Impamvu Pawulo yasubitse urugendo rwe

12Dore ishema ryacu aho rishingiye: ni uko umutimanama wacu utwizeza ko twabayeho kuri iyi si, cyane cyane muri mwe, mu bwiyoroshye no mu butaryarya biva ku Mana, tudakurikije ubwenge bw'abantu, ahubwo tuyobowe n'ineza y'Imana.

13Ntimukeke kandi ko mu mabaruwa yacu, tubandikira ibiciye ukubiri n'ibyo musoma kandi muhita mwumva; nizeye ko noneho muzatwumva neza,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14kuko kugeza ubu mwatwumvise amahushuka. Muzasanga ku munsi wa Nyagasani
mutwishimira, nk'uko natwe tuzabishimira.

15Nari nizeye kubanza kunyura iwanyu, ngo mwongere mwishime;

16noneho ngahaguruka iwanyu njya muri Masedoniya, ndetse nkongera kugaruka
iwanyu, ngo muntegurire urugendo rwanjye rwo muri Yudeya.

17Mbese uwo mugambi nawufashe nsa n'ukina ? Cyangwa se imigambi yanjye irasa
n'idafashe, nk'umuntu wemeye atemeye?

18Imana irandeba: ibyo nababwiye sinari ngambiriye guhita mbihindagura.

19Koko rero, Umwana w'Imana, Kristu Yezu, twamamaje iwanyu, jyewe, Silivani na
Timote, si uko ateye. Ntiyabaye icyarimwe «yego» na «oya», yabaye «yego» gusa!

20Ku buryo amasezerano yose y'Imana yabaye muri we «yego», natwe tugakurizaho
gukuza Imana, tuvuga tuti «Amen».

21Ni Yo ubwayo idukomeza muri Kristu, ikadutorera kuba abayo,

22idushyiramo ikimenyetso cyayo, ikaduha no gutunga Roho wayo mu mitima yacu
kugira ngo atubere ingwate y'ibyiza yatugeneye.

23Imana imbeshaho ni Yo ntanzeho umugabo: nirinze kugaruka iwanyu i Korinti ngo
ntabatera ibibazo.

24Nta bwo dushaka kubagora mu byerekeye ukwemera, kuko ukwemera kwanyu
kutajegajega, ahubwo turabafasha ngo muhimbarwe.

## Abanyakorinti, iya 2 2

1Niyemeje rero kutagaruka iwanyu, mu gihe tukibabaye.

2Niba se koko ari jye ubababaza, ni nde wundi wangarurira ibyishimo, usibye nyine
uwo nababaje?

3Ubwo mperutse kubandikira nashakaga gukiranura ibintu, ngo hato ninza iwanyu
ntababazwa n'abagombaga kuntera ibyishimo; sinshidikanya rwose ko igihe
nishimye, namwe muba mwishimye.

4Simbabeshya, nabandikiye mfite ishavu ryinshi n'umutima wuzuye agahinda,
ndetse amarira yisuka, atari ukugira ngo mbababaze, ahubwo ngo mumenye ukuntu
mbakunda.

### Pawulo ababarira uwamuteye agahinda

5Niba hari uwahemutse, si jye jyenyine yababaje, ndetse mubirebye neza nanone
tudakabije, namwe mwese yarababababaje.

6Birahagije kuba uwo muntu yaratonganyirijwe mu ikoraniro;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7ni na yo mpamvu, aho bigeze, mukwiye kumubabarira, mukamuhumuriza, ngo hato adashengurwa n'agahinda gakabije, akiheba.

8Ndabibasabye rero, nimukomeze kumugaragariza urukundo.

9Icyatumye kandi mbandikira, ni uko nashakaga kubagerageza ngo ndebe ukuntu mukurikiza amabwiriza yanjye.

10Iyo mugize uwo mubabarira, nanjye mba mubabariye! Kandi jye mubabariye, mu rugero yaba abikwiye, ni mwe mba mbigiriye, mu maso ya Kristu,

11ngo tudaha Sekibi urwaho; imigambi yayo ntituyiyobewe.

### Ihagarikamutima n'ihumurizwa rya Pawulo

12Ubwo ngeze i Torowadi nje kuhamamaza Inkuru Nziza ya Kristu, n'ubwo Nyagasani yari yahankinguriye amarembo ,

13nakomeje guhagarika umutima, kuko ntahasanze umuvandimwe wanjye Tito; mpita mbasezeraho, njya muri Masedoniya.

14Ariko Imana ishimwe, Yo ihora iduha gutsinda muri Kristu, ikanatuma twogeza ubwamamare bwe, nk'impumuro nziza isakara hose.

15Kandi koko imbere y'Imana, turi impumuro nziza ya Kristu rwagati mu barokorwa no mu bacibwa.

16Kuri bamwe tubanukira urupfu bikazabageza ku rupfu; ku bandi turi impumuro y'ubuzima bikazabageza ku bugingo. Ni nde muntu rero waba ukwiye guhabwa ubutumwa nk'ubwo?

17Koko rero ntitumeze nk'abandi benshi bagenda barisha Ijambo ry'Imana; ahubwo, ku bwa Yo n'imbere yayo, turivugana ubutaryarya, muri Kristu.

## Abanyakorinti, iya 2 3

### Ikuzo ry'Isezerano Rishya

1Mbese twongere kandi kwishingana ? Cyangwa se dukeneye kugenza nka bamwe bitwaza inzandiko zibashingana iwanyu, cyangwa aho muboherereje ?

2Ibaruwa idushingana ni mwe, ikaba kandi yanditse mu mutima wacu, izwi kandi isomwa na bose.

3Biragaragara rwose ko muri urwandiko rwa Kristu yandikishije umurimo wacu, rutandikishijwe wino ahubwo Roho w'Imana Nyirubuzima, atari ku bisate by'amabuye , ahubwo rwanditswe ku mitima y'abantu.

4Ngicyo icyizere dufitiye Imana ku bwa Kristu.

5Bityo ku bwacu tukaba nta cyo dushobora kwiratana kidukomotseho, kuko

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ubushobozi bwacu buturuka ku Mana.

6Ni Yo yatugize abogeza b'Isezerano Rishya ridashingiye ku Mategeko yanditswe, ahubwo kuri Roho ; kuko Amategeko yanditswe akurura urupfu, naho Roho we agatanga ubuzima.

7Niba gushingwa ubutumwa butarindaga urupfu, busharazwe ku bisate by'amabuye, kwaramuhesheje ikuzo ringana rityo kugeza aho Abayisraheli badahangara kureba uruhanga rwa Musa, kubera ububengerane bw'akanya gato bwo mu maso he,

8bishoboka bite ko uwashinzwe ubutumwa bwa Roho atamutambukije kure ikuzo ?

9Ubwo ubutumwa bwavanyeho ubucibwe bwagize ikuzo, ubutumwa bugeza ku butungane busumbijeho kure ikuzo risesuye.

10Uko byamera kose, ibyahoranye ikuzo, byarayoyotse, ubigereranyije n'ibifite ikuzo rihanitse ryo kuri ubu.

11Niba rero ibyamaze akanya gato byarahawe ikuzo, bishoboka bite ko ibigenewe guhoraho, bitarushaho kugira ikuzo?

12Kuba rero dufite ayo mizero, bituma tudahungabana.

13Ntitumeze nka Musa wipfukaga igitambaro mu maso ngo Abayisraheli batabona uko ikuzo rimweyurukaho.

14Nyamara ubwenge bwabo bwahumiye ko ! Koko rero kugeza na n'ubu, iyo basoma Isezerano rya kera, icyo gitambaro cyakomeje kubapfukirana; ntikiratamururwa kuko Kristu wenyine ari We ukivanaho.

15Mu by'ukuri, kugeza magingo aya, uko basoma ibya Musa, hari nk'igihu kibambitse ku mutima wabo.

16Uwo mubambiko uzavanwaho n'uko bagaruriye Nyagasani umutima wabo.

17Mu by'ukuri Nyagasani ni We Roho, kandi aho Roho wa Nyagasani ari, ni ho haba ubwisanzure.

18Nuko rero twebwe twese, abo uruhanga rudapfukiranye, turashashagira ikuzo rya Nyagasani, bigatuma tugira imisusire ye, mu ikuzo rigenda ryisumbura, ku bwa Nyagasani, ari we Roho.

## Abanyakorinti, iya 2 4

### Ibyiza by'Imana bitwawe n'abanyantegenke

1Ku mpuhwe zayo, Imana yatweguriye uwo murimo, bigatuma tudacika intege.

2Ni yo mpamvu twirinze amatwara afifitse kandi ateye isoni; twanga kuryaryana no guhindagura Ijambo ry'Imana, ahubwo tugatangaza ukuri kwaryo kugira ngo abantu bose batwizere imbere y'Imana.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[3]Nyamara, niba Inkuru Nziza yacu yaba itumvikana, abatayumva ni aborama,

[4]n'abemeragato imana y'iyi si yahumye ubwenge, ku buryo batagerwaho n'umucyo w'Inkuru Nziza n'ububengerane bwa Kristu, We buranga nyakuri bw'Imana.

[5]Si twe twiyamamaza na gato, ahubwo twamamaza Nyagasani Yezu Kristu. Twebwe twiyiziho kuba abagaragu banyu, tubigiriye Yezu.

[6]Kuko Imana yivugiye iti *«Urumuri nirwakire mu mwijima »,* ni Yo ubwayo yamurikiye mu mitima yacu, ngo tumenye ikuzo ryayo ribengerana ku ruhanga rwa Kristu.

[7]Ariko uwo mukiro tuwutwaye mu tubindi tumeneka ubusa, bigatuma bose babona ko ubwo bubasha buhanitse buturuka ku Mana, aho kutwitirirwa.

[8]Baraduhutaza hirya no hino, ariko ntidutembagara; turagirijwe, ariko tugatambuka;

[9]turaburagizwa, ariko ntidushyikirwa; twatuwe hasi, ariko ntiduheranwa.

[10]Igihe cyose tugendana imibabaro y'urupfu rwa Kristu, kugira ngo n'ubuzima bwe bwigaragaze mu mubiri wacu.

[11]N'ubwo turi bazima bwose, duhora tugabizwa urupfu, duhorwa Yezu, kugira ngo ubugingo bwe bugaragarire muri iyi mibiri yacu y'impfabusa.

[12]Twebwe ariko urupfu ruratubungamo, naho muri mwe ubuzima ni bwose.

[13]Ubwo dushyigikiwe n'ukwemera kw'Ibyanditswe bivuga biti*«Naremeye, bintera kwamamaza »,* natwe turemera ikaba ari yo mpamvu twamamaza.

[14]Koko turabizi, Uwazuye Nyagasani Yezu, natwe azatuzurana na We, kandi twese azatwakire iruhande rwe.

[15]Ibyo byose ni mwe bigirirwa, kugira ngo musenderezwe ineza y'Imana, maze murusheho kuba benshi bashimira Imana, bayihesha ikuzo.

### Ntidushavuzwa n'urupfu kuko twizeye kuzuka

[16]Ni cyo gituma tudacogora; kabone n'ubwo umubiri ugenda uyonga, umutima wo wivugurura buri munsi.

[17]Kandi n'amagorwa yacu muri iki gihe gihita nta cyo adutwaye, uyagereranije n'ikuzo adutegurira ry'akataraboneka kandi rizahoraho.

[18]Bityo tukaba tutarangamiye ibigaragara, ahubwo ibitagaragara, kuko ibigaragarira amaso bihitana n'igihe, naho ibitagaragara bigahoraho iteka.

## Abanyakorinti, iya 2 5

[1]Tuzi neza ko uyu mubiri utubereye nk'icumbi kuri iyi si. Umunsi ryasenyutse, tukazimukira mu ngoro ihoraho yo mu ijuru, itubatswe n'ukuboko k'umuntu,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ahubwo yubatswe n'Imana.

2Tukaba rero duhangayikishijwe no kwifuza cyane igihe tuzatungira hirya y'ubu buzima, iwacu ho mu ijuru,

3niba ariko dusanganywe umwambaro aho kuba dutumbuje.

4Koko rero twebwe abakiri muri uyu mubiri, turaganya dushenguka, kuko tudashaka kuwucuzwa, ahubwo twifuza kuwambikirwaho kugira ngo uwo mwambaro w'akanya gato, uduhindurirwemo uw'ubuzima.

5Bityo, Imana, yaduteganyirije ibyo, yabaye iduhaye Roho Mutagatifu ho umuganura.

6N'ubwo ariko duhorana icyizere, tuzi neza ko igihe tuzaba dutuye muri uyu mubiri, tuzasa n'abari ishyanga, kure ya Nyagasani.

7 — Kuko ubu tugendera mu kwemera, tutayobowe n'uko tubona neza. —

8Koko duhorana icyizere, bigatuma duhitamo kwimuka muri uyu mubiri, ngo twigire gutura iruhande rwa Nyagasani.

9Twaba muri uyu mubiri, cyangwa twawimukamo, icyo tugambiriye ni uko tumushimisha.

10Kuko twese tuzahinguka imbere y'urukiko rwa Kristu, ngo buri wese ahabwe igikwiye ibyo yakoze akiri mu buzima bw'umubiri, byaba ibyiza cyangwa ibibi.

### Imana yiyunze n'abantu muri Kristu

11Ubwo dufitiye Nyagasani igitinyiro; turashishikariza abantu kumwemera, kandi rwose, nta buryarya dufite imbere y'Imana. Nizeye ko namwe mutabunziho.

12Ntitugiye kongera kubishinganaho, ahubwo turashaka kubaha uburyo bwo kutwishimira, kugira ngo mubone icyo musubiza abiratana ibihenda amaso, ariko bidafite ishingiro mu mutima.

13Niba twaragaragaweho n'ibisazi, twabigiriye Imana; niba kandi twarashyize mu gaciro, ni mwebwe twabigiriye.

14Urukundo rwa Kristu ruraduhihibikanya, iyo tuzirikanye ukuntu umwe yapfiriye bose, bikaba rero ko bose bapfuye.

15Kandi koko yapfiriye bose, kugira ngo abariho bataberaho bo ubwabo, ahubwo babereho uwabapfiriye kandi akazukira kubakiza.

16Ni cyo gituma kuva ubu nta muntu n'umwe tukimenya ku buryo busanzwe; ndetse na Kristu, niba twarigeze kumumenya ku buryo bw'abantu, ubu ntitukimumenya dutyo.

17Bityo, umuntu wese uri muri Kristu, yabaye ikiremwa gishya. Ibishaje byarayoyotse, none ngaha byose byahindutse bishya.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[18]Byose biva ku Mana, yo yiyunze natwe ikoresheje Kristu ; nyuma idushinga umurimo w'ubwiyunge.

[19]Uko biri kose, Imana ubwayo ni yo yiyunze n'ab'isi bose muri Kristu, ntiyaba ikibabaraho ibicumuro byabo ; nuko natwe idushinga ubutumwa bwo kubwira abantu ngo biyunge na Yo.

[20]Ubu rero duhagarariye Kristu, ku buryo Imana ubwayo ari yo ibahamagara ari twe ikoresheje. Ngaho rero turabinginze mu izina rya Kristu: Nimwemere mwiyunge n'Imana !

[21]Kristu utarigeze akora icyaha, Imana yamubazeho ibyaha bya muntu, kugira ngo muri We tubarweho ubutungane bw'Imana.

## Abanyakorinti, iya 2 6

[1]Ubwo turi abafasha b'Imana,turabashishikariza kudapfusha ubusa ubuntu bwayo.

[2]Kuko ubwayo yivugira iti *«Mu gihe gikwiye, numvise isengesho ryawe; no ku munsi w'uburokorwe, naragutabaye.»*Ngiki rero koko igihe gikwiye; nguyu koko umunsi w'uburokorwe.

[3]Nta we rero dushaka guhungabanya, kugira ngo ubutumwa bwacu butagira amakemwa.

[4]Ahubwo twihatira kugaragaza muri byose ko turi abagaragu b'Imana, turihangana bihagije, ari mu magorwa, mu mage no mu ishavu,

[5]ari mu ikubitwa, mu buroko no mu midugararo, ari mu minaniro, mu kutagoheka no mu isonza;

[6]tukitabaza ubuziranenge n'ubuhanga, ubwiyumanganye n'ubugwaneza, muri Roho Mutagatifu; dukoresha urukundo rutaryarya,

[7]ijambo ry'ukuri n'ububasha bw'Imana; turwanisha intwaro z'ubutungane, zo mu kuboko kw'iburyo n'ibumoso.

[8]Rimwe turubahwa, ubundi tugasuzugurwa; baradusebya, ubundi bakadushimagiza. Batwita ababeshyi, kandi tuvugisha ukuri.

[9]Dusa nk'intamenyekana, kandi tuzwi neza. Dufatwa nk'indembe, kandi turi bazima. Baraduhana, ariko ntibageze aho kutwica.

[10]Turashavuzwa, nyamara duhora twishimye. Turi abakene, nyamara dukungahaza benshi. Batugize abinazi, kandi ari twe dutunze byose!

[11]Bavandimwe b'i Korinti, twababwiye ukuri kose, tubaranguriza umutima wacu.

[12]Muwufitemo umwanya mugari: uwanyu ubanza ari wo ufunganye!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Nimutwishyure rwose, ndababwira nk'abana banjye: nimutwugururire namwe umutima wanyu!

### Kutivanga n'abatemera

14Ntimukagirane urunana rw'insumbane n'abatemera! Mbese ubutungane hari isano bugirana n'ubukozi bw'ibibi? Urumuri rwabangikana rute n'umwijima?

15Kristu na Beliyari bakumvikana bate? Uwemera n'utemera bahuriye he ?

16Mbese ingoro y'Imana yasangirwa ite n'ibigirwamana? Erega, ni twe ngoro y'Imana Nzima, nk'uko ubwayo ibyivugira iti *«Nzatura muri bo, nzatambagire rwagati muri bo, maze nzabe Imana yabo, na bo bazambere umuryango.*

17*Nimuve muri abo bantu, mwitandukanye na bo, uwo ari Nyagasani ubivuga. Mwirinde gukoraku cyabahumanya, maze ubwanjye nzabakire.*

18*Nzababera umubyeyi, namwe mumbere abahungu n'abakobwa, uwo ni Nyagasani ubivuze.»*

## Abanyakorinti, iya 2 7

1Ncuti nkunda, ubwo twashyikirijwe ayo masezerano nitwivaneho ubwandu bwose bw'umubiri n'ubw'umutima; twirundurire ubutungane, mu gitinyiro cy'Imana.

### Pawulo ashimishwa n'uko Abanyakorinti bisubiyeho

2Natwe, nimuduhe umwanya mu mitima yanyu. Nta we twigeze duhemukira; nta we twigeze ducuza ikiri icye; nta n'uwo twigeze turya imitsi.

3Ibyo simbivugiye kubahamya icyaha; nk'uko nakomeje kubibabwira: muri inkoramutima zacu bigeze n'aho urupfu rutadutandukanya.

4Mbafitiye ubwizere buhagije, kandi muhora muntera akanyamuneza. Mu magorwa yacu yose, mpora niyumvamo ihumure, ndetse nsendereye ibyishimo.

5Mu by'ukuri, kuva twagera muri Masedoniya, nta gahenge twigeze tugira, ahubwo twahuye n'ingorane zitabarika, ari intambara zo hanze, ari n'inkeke zo ku mutima.

6Ariko Imana ihoza abiyoroshya, yaduhumurije ituzanira Tito.

7Si ukuza kwe gusa, ahubwo no kumva ukuntu mwamwakiriye, akanadutekerereza iby'urukumbuzi mumfitiye, amarira yanyu, n'ukuntu mundwanirira ishyaka, ibyo byose byatumye nishima kurushaho.

8N'ubwo wenda ibaruwa nabandikiye yababababaje, sinicuza kuba narayanditse. Nanone ndabona ko yababababaje mu gihe cy'akanya gato,

9n'ubwo naba narabyicujije, ubu nshimishijwe n'uko yabateye kwisubiraho. Agahinda kanyu kanyuze Imana, bityo ku bwanjye nkaba nta nabi nabagiriye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Kuko akababaro kanyuze Imana gatera kwisubiraho bigeza ku mukiro. Ibyo rero nta n'umwe wabyicuza. Naho akababaro gaheze mu by'isi gusa, gakurura urupfu.

11Nimwirebere namwe icyo akababaro kanyu kanyuze Imana, kabagejejeho! Mbega umwete mwagize! Ukuntu mwitwaye! Ukuntu mwigaye, mwagize igishyika! Mbega ubushake, ukuntu mwagize isyaka, mwifuza gucyaha ikibi! Muri ibyo byose mwerekanye ko muri abere ku byabaye.

12Muri make, ubwo mperutse kubandikira, sinabigiriye uwahemutse, cyangwa uwahemukiwe, ahubwo kwari ukugira ngo mbagaragarize ishyaka mudufitiye imbere y'Imana.

13Ngicyo icyatumaze agahinda. Uretse ihumurizwa bwite mwaduteye, twanyuzwe cyane n'ukuntu Tito yishimiye ko mwamwuruye umutima.

14Niba kandi hari ikintu nabamuratiyeho, sinigeze mbyicuza. Muzi neza ko mpora mbabwiza ukuri: ukuntu nabamuratiye ni ko yabasanze.

15Na we yarushijeho kubakunda, iyo abona ukuntu mumwumvira mwese, n'ukuntu mwamwakiranye icyubahiro n'igitinyiro.

16Nishimiye ko nshobora kubiringira muri byose.

## Abanyakorinti, iya 2 8

### Pawulo abashishikariza gutanga imfashanyo

1Bavandimwe, turifuza kubamenyesha ubuntu Imana yagiriye Kiliziya zo muri Masedoniya.

2N'ubwo bari mu ruhuri rw'amagorwa y'ibigeragezo, hakubitiyeho ubukene bukabije, ariko kandi bari no mu byishimo byinshi, ibyo byabateye kugira ubuntu cyane.

3Nanjye ndahamya ko batanze ku bwende bwabo, ndetse birenze uko bashoboye.

4Ahubwo banyingingiraga kubareka ngo bagire uruhare ku mfashanyo yagenewe abatagatifujwe (bo muri Yudeya).

5Baritanze, biyegurira Imana natwe baratwiha, birenze ndetse uko twari tubyizeye, nk'uko Imana yabishatse.

6Ni cyo cyatumye nsaba Tito nshishikaye ngo akomeze iwanyu icyo gikorwa yabatangiyemo cyo kugira ubuntu.

7Kandi ubwo musanganywe ubukungahazwe muri byose, haba mu kwemera no mu kuvuga neza, mu bumenyi n'ishyaka muri byose, ndetse no mu rukundo twabatoje, nimukataze no muri iyo ngabire yo kugira ubuntu.

8Simbibahayemo itegeko, ahubwo ndabamenyesha imyifatire y'ahandi, mukurizeho


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kugaragaza ukuri k'urukundo rwanyu.

9Musanzwe muzi ubugiraneza bw'Umwami wacu Yezu Kristu, We mukire wemeye kwigira umukene, ari mwe abigirira, ngo abakungaharishe ubukene bwe.

10Ni akanama mbagira muri ibyo: ni byiza ko mukomeza icyo gikorwa cy'urukundo mwatangiye umwaka ushize; ntimwabaye aba mbere gusa mu kubitekereza, ahubwo no mu kubikurikiza.

11Ngaho nimugere ku cyo mwiyemeje, maze uko mubishoboye, ibikorwa byanyu byuzuze ugushaka kwanyu.

12Utangana umutima mwiza ntagayirwa icyo adafite, ashimirwa icyo yatanze!

13Si ukuvuga ko mugomba kwikokora ngo murarwana ku bandi, ahubwo muharanire kuringaniza.

14Kuri ubwo buryo, icyo akarusho mutunze kizatabarure abari mu bwinazi; maze umunsi umwe icyo na bo bazabarusha kizabatabare mu bukene bwanyu, mukomeze mutyo kuba magirirane.

15Koko byaranditswe ngo *«Uwayoye byinshi nta cyo yarengejeho, n'uwayoye bike nta cyo yabuzeho.»*

16Imana ishimwe, Yo yahaye na Tito uwo mutima wo kubakunda.

17Igihe musabye kujya iwanyu, yahise abyemera, ndetse yihutira kubageraho.

18Twamwohereje hamwe n'umuvandimwe ushimwa na Kiliziya zose kubera ishyaka afitiye Inkuru Nziza.

19Si n'ibyo gusa, Kiliziya zose zamutoreye kuduherekeza mu rugendo tujyanye imfashanyo zanyu, zihesha Imana ikuzo kandi zikagaragaza umutima wacu wo gufasha abandi.

20Nirinda rwose ko hagira untera urubwa mu buryo ngenga iyo mfashanyo itubutse mwanshinze.

21Turaharanira kuba indakemwa, bitari imbere y'Imana gusa, ndetse no mu maso y'abantu.

22Tubatumanye kandi n'undi muvandimwewacu twagerageje ku buryo bwinshi, twasanze ari umunyeshyaka, maze ubu akaba arushijeho kurigira, kubera icyizere cyinshi abafitiye.

23Muzi ko Tito ari mugenzi wanjye dufatanya imirimo yose tubakorera. Naho abandi bavandimwe, bo bahagarariye za Kiliziya, kandi bakaba ikuzo rya Kristu.

24Ngaho rero, nimubagaragarize urukundo rwanyu, n'impamvu zidutera kubarata, bimenyekane muri za Kiliziya zose.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Abanyakorinti, iya 2 9

### Abo muri Akaya batinda kuzuza ubuntu bwabo

1Si ngombwa ko ngira icyo mbandikira ku byerekeye imfashanyo igenewe
abatagatifujwe.

2Nzi imigambi myiza mufite, ndetse nabaratiye n'abo muri Masedoniya, nti «Kuva mu
mwaka ushize, abo muri Akaya biteguye gutanga imfashanyo», kandi ishyaka ryanyu
ryateye inkunga za Kiliziya nyinshi.

3Mboherereje aba bavandimwe, kugira ngo iryo shema mbafitiye muri ibyo ritaba
impfabusa, muzasangwe koko mwiteguye, nk'uko nabibavuzeho.

4Mfite ubwoba ko, ndamutse nzanye n'abo muri Masedoniya, twasanga nta cyo
mwateguye, kandi twari tubafitiye icyizere gihagije; twakorwa n'ikimwaro, ntiriwe
mvuga ko namwe mwaba mugayitse.

5Nasanze ibyiza ari uko abo bavandimwe bambanziriza ngo begeranye amaturo
yanyu, maze ibyo mwiyemeje gutanga ku buntu bimaze kuringanizwa, bizabe
iby'ubuntu koko, atari ibyo mutanze mugononwa.

6Muramenye ko «Uwabibye ubusa, asarura ubusa, naho uwabibye byinshi agasarura
byinshi!»

7Buri wese rero atange uko umutima we ubimubwira, atinuba, adahaswe, kuko
Imana ikunda utanga yishimye.

8Imana ifite ububasha bwo kubasenderezaho ibyiza by'ubwoko bwose, kugira ngo
muhorane ibya ngombwa igihe cyose no muri byose, mugasagura ndetse
n'ibibafasha gukora ibikorwa byiza.

9Nk'uko byanditswe ngo*«Yatanze ku buntu, akwiza abakene; ubutungane bwe
buzahoraho iteka.»*

10Uha umuhinzi imbuto zo kubiba, akanamuha umugati wo kurya, azabaha namwe
imbuto, azirumbure, kandi agwize umusaruro w'ubutungane bwanyu.

11Muzakungahazwa ku buryo bwose, bizatume mutanga mutizigamye maze
imfashanyo tuzaba tubashyikirije, zitere benshi gushimira Imana.

12Umurimo w'ayo maturo, ntugamije gusa mu gukenura abatagatifujwe, ahubwo
ugenewe no kugwiza amasengesho yo gushimira Imana.

13Abanyuzwe n'uwo murimo bazakurizaho gusingiza Imana kubera ukuntu
mwumviye Inkuru Nziza ya Kristu, banayishimire kandi ubuntu mugira bwo
gusangira byose na bose.

14Bityo mu kubasabira, babagaragarize ubwuzu babafitiye, ku mpamvu z'ingabire
Imana yabasesekarije.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Imana ishimirwe ubuntu bwayo butagereranywa!

## Abanyakorinti, iya 2 10

### Pawulo asubiza abanenga ubutumwa bwe

1Ni jyewe Pawulo ubibisabiye ubwanjye, mu bugwaneza n'ituze bya Kristu. Muvuga ko iyo turi kumwe niyoroshya, naba ndi kure nkabisha.

2Nyamara ndabinginze, igihe nzazira iwanyu, sinzagombe gukoresha amakare, n'ubwo nifuza gukangara bamwe bibwira ko tucyitwara bya runtu.

3Kuba abantu ko turi abantu, ariko ntitukirwana ibi bisanzwe by'abantu.

4Oya, intwaro zacu ntizikomoka kuri muntu, ahubwo ububasha bwazo buturuka ku Mana, bugasenyagura ibyari intamenwa. Abiyemera tubakura ku izima,

5kimwe n'abatambamiye ubumenyi bw'Imana. Twigarurira ibitekerezo byose ngo bigomokere Kristu,

6kandi twiteguye gucyaha icyitwa agasuzuguro cyose, igihe mwebwe muzaba mwumviye muri byose.

7Nimurebe ibintu uko biri! Uwibwira wese ko ari uwa Kristu, namenye bidasubirwaho ko natwe turi aba Kristu, kimwe na we!

8Niba naba nkabya mu kwiratana ububasha Nyagasani yaduhereye kubakomeza, atari ubwo kubadindiza, nta soni binteye.

9Sinshaka gusa n'ubakangaranya mu nzandiko zanjye,

10— kuko hari abavuga ngo «Inzandiko ze zifite ireme kandi zirakaze, nyamara iyo ari muri twe, usanga agayitse n'ijambo rye ari nta ryo.» —

11Uwibwira ibyo amenye neza ko, uko tumeze mu mvugo, turi kure, twandika, nta ho bitandukaniye n'ibyo tuzakora tugeze iwanyu.

12Kuko tutahangara kwireshyeshya no kwigereranya n'abo biyogeza ubwabo; ni abirasi rwose gukeka ko ari bo kamara n'igipimo cya byose.

13Twebwe tuzirinda kwirata birengeje urugero rw'umurimo Imana yadushinze itwohereza iwanyu.

14Iyo tuza kuba tutaraje iwanyu twaba koko dutandukiriye; none twabaye aba mbere bageze iwanyu tubazaniye Inkuru Nziza ya Kristu.

15Nta bwo twikabiriza nk'abiratana imirimo yakozwe n'abandi, ahubwo dufite icyizere ko, nimukomeza gutera imbere mu kwemera, tuzarushaho kwagura umurimo wacu muri mwe,

16ndetse Inkuru Nziza ya Kristu tukayirenza imbibi z'iwanyu, uko tubishinzwe; bityo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ntituziratane imirimo abandi bakoze mu murima wabo.

17*«Ushaka kwirata wese, niyiratire muri Nyagasani !»*

18Uwiyemezaho agaciro wese, si we ugakwiye, ahubwo uwo Nyagasani akemejeho, ni we ugakwiye.

## Abanyakorinti, iya 2 11

### Pawulo atahura abiyita intumwa za Kristu

1Icyampa ngo mushobore kwihanganira ubusazi bwanjye ho gato! Ngaho se nimunyihanganire!

2Mbakunda byansajije, nk'uko Imana ibakunda. Nabashyingiye umukwe umwe rukumbi, mbashyikiriza Kristu muri nk'umugeni w'isugi.

3Nyamara, nk'uko Eva yaguye mu mutego w'inzoka, ndatinya ko namwe, imitima yanyu izahuma mugateshuka ku bupfura mukwiriye kugirira Kristu.

4Dore nawe, uwadutse wese abamenyesha undi Yezu utari uwo twabigishije, cyangwa se akabarohamo umwuka wundi utari Mwuka w'Imana mwahawe, cyangwa se akabazanira indi nkuru nziza itari Iyo twabashyikirije, uwo muntu mumutega yombi.

5Ndibwira ko izo ntumwa z'akataraboneka nta cyo zindusha.

6Ndi umuswa koko mu byo kuvuga neza, nyamara sindi we mu by'ubuhanga. Ibyo twabibagaragarije muri byose no ku buryo bwose.

7Ubwo se cyabaye icyaha cyo kubicishaho bugufi, mbamamariza Inkuru Nziza y'Imana ku buntu, kugira ngo mbaheshe agaciro?

8Nacuje za Kiliziya z'ahandi, nemera gutungwa na zo ngo mbone uko mbakorera.

9Iyo nagiraga icyo nkenera ndi iwanyu, nta we nigeze ndushya, kuko ibyo nari mbuze nabihabwaga n'abavandimwe baturutse muri Masedoniya. Iteka ryose nirinze kubagora, kandi nzakomeza kubyirinda.

10Mbarahirije ukuri kwa Kristu undimo, nta we uzanyaga iryo shema mu turere twose two muri Akaya.

11Kuki se? Kuko se ntabakunda? Imana ni Yo ibizi!

12Nzakomeza uko nsanzwe ngenza, kugira ngo ndaha urwaho abarunshakaho, babure impamvu yo kwirata ko duhwanyije agaciro.

13Bene abo bantu ni ingirwantumwa , ni abahendanyi biyoberanyamo intumwa za Kristu.

14Ibyo kandi ntibitangaje: Sekibi na yo yihinduramo umumalayika w'urumuri.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Nta gitangaje rero ko abagaragu bayo bihinduramo abaharanira ubutungane. Nyamara amaherezo yabo ni ukugarukwa n'ibyo bakoze.

### Pawulo yarushije abandi kubabara, abigirira Kristu

16Nongere mbisubiremo, ntihakagire ukeka ko ndi umusazi, cyangwa se nimunyemerere kuba we maze nanjye nshobore kwiratahо gato.

17Ibyo ngiye kuvuga, simbibwirijwe na Nyagasani, ahubwo mu bisazi byanjye nishimiye kugira icyo niratana.

18Ubwo benshi biratana ibyo bakesha kamere, reka nanjye nirate.

19Mwebwe muzwiho ubwitonzi, mwihanganira abasazi nta ngorane!

20Mwihanganira ko babagira abacakara, ko babaryana utwanyu, ko babacuza, ko babishongoraho, ko babakubita mu maso.

21Mfite isoni zo kubabwira ko twagize intege nke nka bo! Ibyo abandi batinyutse kwivuga — noneho mvuge nk'umusazi — nanjye ndabitinyutse.

22Mbese ni Abahebureyi? Nanjye ndi we! Ni Abayisraheli? Nanjye ndi we! Inkomoko ya Abrahamu? Nanjye ndi yo!

23Mbese bakorera Kristu? — Reka mvuge amateshwa — Ndabarusha bose! Mu miruho? Narabarushije! Mu buroko? Incuro nyinshi kubarusha! Inkoni? Nakubiswe izitabarika! Amakuba y'urupfu? Nayagize hato na hato!

24Incuro eshanu Abayisraheli bankubise ibiboko mirongo itatu n'icyenda.

25Nakubiswe inkoni incuro eshatu, rimwe mpondaguzwa amabuye, ndohama gatatu mu mazi, ndetse mara ijoro n'umunsi rwagati mu nyanja.

26Mu ngendo zanjye nyinshi nagiriye amakuba mu nzuzi, mpura n'abambuzi, ngira akaga k'abo dusangiye ubwoko n'ako ntewe n'abanyamahanga, ngirira ingorane mu mugi, mu butayu no mu nyanja, nkubitiraho imitego y'abagambanyi biyita abavandimwe!

27Mu miruho n'iminaniro, mu kurara irondo kenshi, mu nzara n'inyota, mu gusiba kurya kenshi, mu kwicwa n'imbeho no kubura icyo nambara;

28ntavuze n'ibisigaye: inkeke ya buri munsi mpagaritswe umutima na za Kiliziya zose!

29Ni nde wacogoye, sincike intege? Ni nde wateshutse, maze simpinde umushyitsi?

30Niba kwirata ari ngombwa, nziratana intege nke zanjye.

31Imana, Se wa Nyagasani Yezu, yogahora isingizwa iteka, izi ko ntabeshya.

32I Damasi, igisonga cy'Umwami Areta cyarindishije umugi ngo bamfate.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

33Nuko bancisha mu idirishya, bamanurira ku rukuta mu gitebo, murokoka ntyo.

## Abanyakorinti, iya 2 12

### Pawulo yanga kwiratana ibyo yahishuriwe

1Mbese ni ngombwa kwirata? Ubanza ari nta cyo bimaze! Nyamara reka ngere ku ibonekerwa no ku byo nahishuriwe na Nyagasani.

2Hari umuntu nzi ku bwa Kristu, hashize imyaka cumi n'ine, — niba byari mu mubiri we, simbizi; niba bitari mu mubiri we, jye simbizi; Imana ni Yo ibizi —, uwo muntu rero yarajyanywe, agezwa mu bushorishori bw'ijuru.

3Kandi nzi ko uwo muntu, — niba ari mu mubiri we, niba atari mu mubiri we, simbizi; Imana ni Yo ibizi —,

4uwo muntu yajyanywe mu ijuru maze ahumvira amagambo arengeje imivugirwe, umuntu ndetse adafitiye uruhusa rwo gusubiramo.

5Bene uwo muntu namwiratana koko, usibye ko jyewe nta kindi nziratana kitari intege nke zanjye.

6Rwose, nshatse kwirata sinaba ndi umusazi, kuko naba mvuga ibiri ukuri; ariko na byo ndabyirinze, ngo hato batankekaho kuba nsumbye uko bambona cyangwa uko mvuga.

7Maze, kugira ngo ibyo bintu bihanitse nahishuriwe bitantera kwirarika, nashyizwe umugera mu mubiri , ari yo ntumwa ya Sekibi ngo ijye inkubita, nirinde kwikuza.

8Ibyo byatumye nsaba Nyagasani gatatu kose ngo ayinkize.

9Maze aransubiza ati «Ingabire yanjye iraguhagije; kuko ububasha bwanjye bwigaragariza cyane cyane mu banyantegenke.» Ni yo mpamvu mpisemo kwiratira mu ntege nke zanjye, kugira ngo ububasha bwa Kristu bunyituriremo.

10Bityo mpimbarirwe mu ntege nke zanjye, mu bitutsi, mu mage, mu bitotezo no mu ihagarikamutima, mbigirira Kristu. Kuko igihe cyose mba mfite intege nke, ari bwo nyine mba nkomeye.

### Pawulo agirira abakristu b'i Korinti umutima uhagaze

11Ngaho rero nabaye umusazi! Ariko ni mwe mwabinteye. Ni mwe muba mwarandwanyeho, kuko nta cyo izo ntumwa z'akataraboneka zinsumbije, n'ubwo nta cyo ndi cyo.

12Ibiranga intumwa nyayo byarabagaragariye, ari byo ibi: ukwihangana kudahinyuka, ibimenyetso, ibitangaza, n'ibikorwa by'ububasha.

13Izindi Kiliziya zabarushije iki, usibye ko jye ntigeze mbasahura? Niba muri ibyo narabarenganyije, nimubimbabarire!


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[14]Ubu niteguye kugaruka iwanyu ubwa gatatu, kandi nta bwo nzabagora; kuko atari ibintu byanyu ndangamiye, ahubwo ari mwebwe ubwanyu. Si abana bagomba kuzigamira ababyeyi, ahubwo ababyeyi ni bo babikorera abana babo.

[15]Ku binyerekeye, nahara ibyanjye byose, nanjye nkitanga wese ntizigamye, mbigirira mwe. Ese kuba mbakunze by'agahebuzo byamviramo gukundwa urumamo?

[16]Ni koko, sinabashatsemo indonke! Ariko nabaye inyaryenge mbafatisha amayeri?

[17]Murebe mu bo nabatumyeho, uwo nikingirije ngo mbacuze.

[18]Ningingiye Tito kuza iwanyu, n'undi muvandimwe mutayobewe. Tito se yaba ari we wabamazeho ibintu? Twaba se tutaragize umutima umwe? Cyangwa tutaraciye inzira imwe?

[19]Hashize umwanya mutekereza ko turiho tubireguraho? Oya da! Turavugira imbere y'Imana, muri Kristu. Kandi ibyo byose, nkoramutima zacu, bibere kubagwa neza.

[20]Cyakora mfite ubwoba ko, ninza, ntazabasanga uko mbyifuza, cyangwa se ko jyewe mutazasanga meze uko munyifuza; ndatinya ko nzabasangana ubwumvikane buke, ishyari, uburakari, ubushyamirane, amazimwe, ubutiriganya, ugusuzugurana n'imvururu.

[21]Ndatinya rwose ko, igihe nzagaruka iwanyu, Imana yanjye izankoza isoni imbere yanyu, nkarizwa na benshi muri mwe bacumuye, ariko ntibisubireho ngo biyake ingeso mbi, ubusambanyi n'ubuhabara.

## Abanyakorinti, iya 2 13

### Inama zisoza, n'intashyo

[1]Ubu ni ubwa gatatu ngiye kuza iwanyu. (Nk'uko Ibyanditswe bibivuga) *«Urubanza rwose ruzasozwa ari uko rukemuwe n'abagabo babiri cyangwa batatu ».*

[2]Narabivuze ubwo nabasuraga bwa kabiri, n'ubu nkiri kure nongeye kubisubiramo, abaherutse gucumura n'abandi bose, ko nindamuka nje, nta mpuhwe nzabagirira,

[3]kuko ngo mushaka ikimenyetso cy'uko ari Kristu umvugiramo. Kristu si inganzwa kuri mwe, ahubwo azabagaragariza ububasha bwe.

[4]Ni koko yabambwe ku musaraba bishingiye ku ntege nke ze, ariko ubu ni muzima bishingiye ku bubasha bw'Imana. Natwe kandi muri We turi abanyantege nke, ariko nk'uko muzabyibonera, tuzabana na We ku bw'ububasha bw'Imana buzabagaragarizwa.

[5]Nimwisuzume ubwanyu, mwigerageze, murebe ko mutacogoye mu kwemera. Mwaba se mwariyibagije ko Kristu abatuyemo nyirizina? Keretse rero, musanze mwaratsinzwe !

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6Nizeye ko mudashidikanya ko twe twatsinze.

7Turasaba Imana ngo mutazavaho mukora nabi. Icyo tugamije si ukugaragaza ko mwatsinzwe n'igeragezwa, ahubwo ni uko twababona mukora neza, maze tukaba ari twe twibeshya.

8Nta ntege dufite zo kurwanya ukuri, ahubwo tuzifitiye kugushyigikira.

9Duhora twishimye iyo twe ducogoye ariko mwe mukaba mukomeye. Impamvu y'amasengesho yacu ni uko mwatera imbere.

10Ni cyo gitumye mbandikiye nkiri kure, ngo ntazazanwa no guca urubanza, nkoresheje ububasha Nyagasani yampereye kubakomeza aho kubacogoza.

11Ahasigaye rero, bavandimwe, muhorane ibyishimo, mutere imbere, muterana inkunga, mushyire hamwe, mubane mu ituze, bityo Imana yuje urukundo n'amahoro izabana namwe.

12Muramukanye mu muhoberano mutagatifu. Abatagatifujwe bose b'ino barabaramutsa.

13Ineza y'Umwami wacu Yezu Kristu, n'urukundo rw'Imana Data, n'ubusabane kuri Roho Mutagatifu, bihorane namwe mwese.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Abanyagalati

## Abanyagalati 1

### Indamutso

1Jyewe Pawulo intumwa, itari iy'abantu cyangwa kubw'umuntu, ahubwo ku bushake
bwa Yezu Kristu n'Imana Umubyeyi wacu wamuzuye mu bapfuye,

2n'abavandimwe bose turi kumwe, kuri za Kiliziya zo mu Bugalati:

3tubifurije ineza n'amahoro biva ku Mana Umubyeyi wacu, no kuri Nyagasani Yezu
Kristu,

4witangiye ibyaha byacu ngo aturokore iyi si mbi, akurikije ugushaka kw'Imana, ari
Yo Umubyeyi wacu.

5Nahabwe ikuzo uko ibihe bihora bisimburana. Amen.

### Impamvu y'iyi baruwa

6Ntangazwa n'ukuntu, mu kanya gato, mutangiye gucika ku wabahamagariye ineza
ya Kristu, mugashikira indi Nkuru Nziza.

7Si uko haba hari indi Nkuru Nziza ibaho. Ni uko hadutse abantu bashaka ko
muhagarika imitima, bashaka no guhindura Inkuru Nziza ya Kristu.

8Ariko rero, hagize ubigisha Inkuru Nziza itari iyo twabigishije, kabone n'aho yaba
umwe muri twe, cyangwa umumalayika umanutse mu ijuru, arakaba ikivume!

9Mbese nk'uko twababwiye, kandi n'ubu ngubu mbisubiyemo: uzabigisha Inkuru
Nziza itari iyo mwakiriye, arakaba ikivume!

10Mbese ubu ngubu nkurikiranye gushimwa n'abantu cyangwa n'Imana? Aho
ntimugira ngo mparanira kuneza abantu? Mbaye nkigamije kuneza abantu, sinaba
nkiri umugaragu wa Kristu.

### Umwana w'Imana yigaragariza Pawulo, akamugira intumwa

11Mbibamenyeshe rero, bavandimwe, iyo Nkuru Nziza nabigishije si iy'umuntu,

12si n'umuntu nyikesha, kandi si umuntu wayinyigishije: ni Yezu Kristu
wayimpishuriye.

13Mwumvise kandi imigirire yanjye kera nkiri mu kiyahudi: ko natotezaga bikabije
Kiliziya y'Imana nshaka kuyitsemba.

14Kandi benshi mu bo tungana, dusangiye n'ubwoko nabarushaga gukurikiza idini ya
kiyahudi, nkabasumbya ishyaka mu guharanira umuco karande w'abasokuruza.

15Nyamara umunsi Uwanyitoranyirije nkiri mu nda ya mama, yampamagaye
kubw'ineza ye

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16ngo ampishurire Umwana we, kugira ngo mwamamaze mu mahanga, ako kanya nahise mpaguruka nta we niriwe ngisha inama,

17habe no kuzamuka i Yeruzalemu ngo nsange abantanze kuba intumwa; ahubwo nagiye muri Arabiya, nyuma ngaruka i Damasi.

18Nyuma y'imyaka itatu, ni bwo nazamutse i Yeruzalemu kureba Petero, tumarana iminsi cumi n'itanu.

19Nta yindi ntumwa twabonanye, uretse Yakobo umuvandimwe wa Nyagasani.

20Ibi mbandikira, dore ndi mu maso y'Imana, simbeshya.

21Hanyuma naje mu ntara ya Siriya na Silisiya.

22Kiliziya za Kristu ziri mu Yudeya zari zitarambona,

23usibye ko zumvaga bavuga ngo «wa wundi wadutotezaga kera, asigaye yamamaza ukwemera yahoze arwanya.»

24Nuko zigasingiza Imana kubera jye.

## Abanyagalati 2

### Inama y'i Yeruzalemu

1Nyuma y'imyaka cumi n'ine, nongera kuzamuka i Yeruzalemu, ndi kumwe na Barinaba , na Tito ndamujyana.

2Nazamutseyo ari uko Imana yabimpishuriye. Mbanyuriramo ibyerekeye Inkuru Nziza nigishaga mu mahanga; abayobozi bo nyibasobanurira birambuye twiherereye. Kwari ukugira ngo menye niba nirukira cyangwa narirukiye ubusa.

3Yewe, kabone na Tito mugenzi wanjye utari Umuyahudi, ntibamuhatiye kugenywa ;

4nyamara ariko hari indyarya ziyita abavandimwe zitwihishamo ngo zitubuze ubwigenge bwacu twifitiye muri Kristu Yezu, bityo ngo zidusubize mu bucakara.

5Ntitwigeze n'akanya na gato tuganzwa n'abo, kugira ngo ukuri kw'Inkuru Nziza kuzagume muri mwe.

6Naho abayobozi — icyo bari cyo nticyari kinshishikaje kuko Imana itareba ubusumbane bw'abantu — abo bayobozi nta kindi bantegetse.

7Ahubwo ndetse babonye ko nashinzwe kwamamaza Inkuru Nziza mu batagenywe nk'uko Petero yayishinzwe mu bagenywe,

8kuko Uwahaye Petero kuba intumwa mu bagenywe, ni na We wampaye kuba intumwa mu banyamahanga.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Nuko Yakobo, Petero na Yohani, kandi ari na bo bitwa inkingi, bamaze kumenya
ingabire nahawe, turumvikana baduhereza ukuboko, jyewe na Barinaba, ngo
twebwe tujye mu banyamahanga, naho bo mu bagenywe.

10Batwihanangirije ikintu kimwe rudori: ko tuzajya twibuka abakene; ari na cyo
nihatiye gukora.

### Amacakubiri i Antiyokiya

11Nyamara ariko, ubwo Petero yazaga Antiyokiya, nahanganye na we kuko byari
ngombwa kumugaya.

12Koko rero, mbere y'uko haza abantu bo mu gice cya Yakobo, yasangiraga
n'abanyamahanga. Aho baziye, aravunura, aritarura, byo gutinya abagenywe.

13N'abandi Bayahudi bigana uburyarya bwe, bigeza aho na Barinaba yoshywa na bo
kuryarya bene ako kageni.

14Jye rero mbonye ko batagororokeye ukuri kw'Inkuru Nziza, mbwira Petero bose
barora nti «Niba wowe w'Umuyahudi ugenza nk'abanyamahanga aho kugenza
kiyahudi, ushobora ute guhatira abanyamahanga kugenza kiyahudi?»

15Twebwe turi Abayahudi kavukire, ntituri abanyamahanga b'abanyabyaha.

16Tuzi ariko ko umuntu atagirwa intungane no kubahiriza amategeko, ahubwo no
kwemera Yezu Kristu byonyine. Natwe rero twemeye Yezu Kristu, ngo tuzagirwe
intungane no kwemera Kristu, tutabitewe no kuzuza amategeko kuko nta n'umwe
uba intungane abikesheje kubahiriza amategeko.

17Kuba se dushaka kuba intungane muri Kristu, ariko kandi bikagaragara ko natwe
ubwacu tukiri abanyabyaha, bizabe byerekana ko Kristu ari we utuma abantu bagwa
mu cyaha ? Oya ntibikabe !

18Mbaye ari jye wubaka bundi bushya ibyo nashenye, naba nihamije icyaha.

19Nyamara rero, jyewe napfuye ku byerekeye kugengwa n'amategeko, kandi ari
amategeko abinteye, kugira ngo mbeho ngengwa n'Imana. Nabambanywe na Kristu
ku musaraba.

20Yego ndiho, ariko mu by'ukuri si jye ukiriho, ahubwo ni Kristu uriho muri jye. Kuba
ubu ngubu ndiho mu mubiri, ni uko ndiho mu kwemera Umwana w'Imana wankunze,
ubwe akigabiza urupfu ari jye agirira.

21Jye sinasuzuguza ineza y'Imana. Kuko niba ari itegeko rituma umuntu aba
intungane, noneho Kristu yapfiriye akamama!

## Abanyagalati 3

### Ingabire ya Roho Mutagatifu iva he?

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1Mbega ngo muraba abapfu, Banyagalati ! Ni nde wabararuye kandi mwareretswe uko Kristu yabambwe ?

2Ndifuza ko mumenyesha iki cyonyine: ari ukuzuza amategeko, ari no kwakira ukwemera, icyabahesheje Roho ni ikihe ?

3Mbese mwabaye abapfu bigejeje aho ? Mwatangiye ibintu mufashijwe na Roho, none mwibwiye ko bizuzurizwa mu ruhu rw'umubiri ?

4Mbega kuruhira ubusa ? Ubonye n'iyo biba ku busa nyine !

5Mbese nyine, Ubaha Roho, akabakoramo ibitangaza, abigirira ko mwujuje amategeko cyangwa ko mwakiriye ukwemera?

### Abrahamu yasezeranyijwe ko amahanga azarokorwa hatagombyeamategeko

6Nk'uko Abrahamu *yemeye Uhoraho bigatuma aba intungane* ,

7mubimenye rero: abemera ni bo bana ba Abrahamu.

8Ibyanditswe byabibonye kare ko Imana izatagatifuza amahanga ku mpamvu y'ukwemera, byo byahanuriye Abrahamu ngo *«Imiryango yose y'isi izaguherwamo umugisha.»*

9Bityo rero, abemera bahabwa umugisha hamwe na Abrahamu w'umwemezi.

10Naho abitwaza ibikorwa by'amategeko, bikururira umuvumo kuko byanditswe ngo*«Arakaba ikivume utuzuzaibyanditswe byose mu Gitabo cy'Amategeko.»*

11Ni ikintu kigaragara kandi ko mu maso y'Imana, nta muntu n'umwe waba intungane abikesha amategeko kuko *«intungane izabeshwaho n'ukwemera.»*

12Amategeko kandi ntahuje n'ukwemera yo avuga ngo *«umuntu uzubahiriza ibyo, bizamubeshaho.»*

13Kristu yadukijije umuvumo w'amategeko, yihindura umuvumo ari we, ari twe agirira, kuko byanditswe ngo*«Umanitse ku giti wese ni umuvumo.»*

14Ibyo ari ukugira ngo umugisha wa Abrahamu usesekare ku mahanga muri Kristu Yezu, kandi duhabwe mu kwemera Roho twasezeranijwe.

### Urubyaro rwa Abrahamu: ni Kristu n'abemera

15Bavandimwe, mvuge mpereye ku mico y'abantu: indagano umuntu akoze, nta wundi uyisesa cyangwa ngo agire icyo ayongeraho.

16Abrahamu rero ni we wahawe amasezerano, *we n'urubyaro rwe*. Ntibavuga imbyaro ze nk'aho ari nyinshi: ahubwo ni nk'aho ari urubyaro rumwe rukumbi: *«n'urubyaro rwawe»*, ari rwo Kristu.

17Icyo nshaka kuvuga rero ni iki: indagano ihamye y'Imana nta bwo yaseswa


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n’itegeko ryashyizweho hashize imyaka magana ane na mirongo itatu; bibaye ibyo, iyo ndagano yaba ibaye ubusa.

18Kuko iyaba umurage watangwaga ku bw’itegeko, ntibyaba bikibaye ku bw’isezerano. Nyamara ineza Imana yagiriye Abrahamu, yayigiriye isezerano.

19Itegeko rero ni iry’iki? Ryongereweho hanyuma ngo rijye rigaragaza uwacumuye, kuzageza igihe hazahinguka urubyaro rwagenewe isezerano. Itegeko ryatangajwe n’abamalayika barishinga umuhuza.

20Nyamara umuhuza ntiyabaye uw’umwe. Imana yo ni imwe rukumbi.

21Noneho se, itegeko ryaba ritambamiye amasezerano y’Imana? Oya ntibikabe! Iyaba koko haratangajwe itegeko ritanga ubugingo, ubutungane buba mu by’ukuri buriturukaho.

22Ahubwo rero Ibyanditswe byabohesheje byose ingoyi y’icyaha kugira ngo isezerano rizuzurizwe abemera Yezu Kristu.

23Mbere y’uko igihe cy’ukwemera kigera, twari nk’imfungwa turinzwe n’amategeko, dutegereje uko kwemera kwagombaga guhishurwa.

24Bityo rero, amategeko yaradushoreye adushyikiriza Kristu kugira ngo tuzahabwe ubutungane tubikesha ukwemera.

25Ubu rero, kuva aho haziye ukwemera, ntitugishorewe,

26kuko mwese muri abana b’Imana mubikesha kwemera Kristu Yezu.

27Kandi ni koko, mwebwe mwese ababatijwe muri Kristu, mwambaye Kristu.

28Nta Muyahudi ukiriho, nta Mugereki, nta mucakara, nta mwigenge, nta mugabo, nta mugore, kuko mwese muri umwe muri Kristu Yezu.

29Ubwo rero muri aba Kristu, noneho ni mwe rubyaro rwa Abrahamu, ni mwe rero muzegukana umurage wasezeranywe.

## Abanyagalati 4

### Ubwigenge bw’abana b’Imana

1Dore icyo nshaka kuvuga: igihe cyose uwagenewe umurage akiri muto, nta ho aba atandukaniye n’umugaragu n’ubwo aba ari we mutware wa byose,

2ahubwo agumya kugengwa n’abamurera n’abashinzwe ibintu bye kugeza igihe se yategetse.

3Natwe ni uko: igihe twari tukiri bato, twategekwaga n’ibigenga isi, twari abagaragu,

4ariko igihe cyagenwe kigeze, Imana yohereje Umwana wayo, avuka ku mugore, kandi avuka agengwa n’amategeko,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5kugira ngo acungure abari bakigengwa n'amategeko, maze duhabwe kuba abana Imana yihitiyemo.

6Kandi koko muri abana b'Imana, yo yohereje Roho w'Umwana wayo mu mitima yanyu ngo arangurure ijwi agira ati «Abba, Data.»

7Bityo rero ntukiri umugaragu, ahubwo uri umwana; kandi ubwo uri umwana, Imana iguha kuba n'umugenerwamurage.

### Pawulo ababajwe n'uko Abanyagalati bisubiza mu bucakara

8Kera mutaramenya Imana, mwari abacakara bakorera ibidafite kamere y'Imana.

9Ubu ngubu ariko muzi Imana, ndetse na Yo irabazi. Mwongeye mute kugarukira ibyo bintu bitagira intege, bitagira uko byigira na byo? Mwakwiyemeza mute kongera kubibera abagaragu bundi bushya?

10Mwubahiriza imihango n'imiziririzo yerekeye iminsi, amezi, ibihembwe n'imyaka.

11Munteye agahinda, nkibaza niba ntaravunikiye ubusa iwanyu.

12Bavandimwe, ndabinginze, nimumere nkanjye ubwo nanjye nigize nkamwe. Nta kibi mwigeze mungirira.

13Muzi ko nari ndwaye igihe nje kubigisha Inkuru Nziza bwa mbere na mbere.

14Uwo muruho mwatewe n'umubiri wanjye, ntimwigeze muwuhungana ishozi cyangwa ngo muwuvumire ku gahera. Ahubwo mwanyakiriye nk'umumalayika w'Imana, nka Kristu Yezu ubwe.

15Ubu uri he wa munezero? Jyewe ndahamya rwose ko, iyo biba ibishoboka, muba mwarinogoyemo amaso yanyu ngo muyanyihere.

16Ubu se noneho mbaye umwanzi wanyu kuko mbabwije ukuri?

17Abo bantu babitayeho cyane, nyamara si icyiza babashakira, kuko bashaka kudutandukanya ngo abe ari bo mwikundira.

18Ni byiza kugira urugwiro, iyo murutewe n'umutima mwiza kandi mukarugira iteka, atari igihe ndi kumwe namwe gusa.

19Twana twanjye, ndacyari ku gise mbabyara kugeza igihe Kristu abaremwemo.

20Iyaba ubu ngubu nari ndi kumwe na mwe, nari kumenya imvugo nakoresha kuko ibyanyu binshobeye.

### Amategeko aheza abantu mu bucakara, naho ingabire ikababohora

21Ngaho nimumbwire mwebwe mushaka kugengwa n'amategeko: mbese ntimwumvise amategeko?

22Koko rero biranditswe ko Abrahamu yagize abahungu babiri; umwe yavutse ku

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

muja, undi ku mugore utigeze ubuja.

[23]Ariko uw'umuja yavutse ku bwa kamere mubiri, naho uw'umugore utari umuja avuka ku bw'isezerano.

[24]Ibyo ni incamarenga. Abo bagore bashushanya amasezerano uko ari abiri: rimwe ryo ku musozi wa Sinayi, rikabyarira ubuja, ni Hagara.

[25]Hagara ashushanya umusozi Sinayi wo muri Arabiya, ashushanya kandi Yeruzalemu y'ubu ngubu kuko ari umuja, we n'abana be.

[26]Naho Yeruzalemu yo mu ijuru irigenga, ni yo umubyeyi wacu.

[27]Koko rero byanditswe ngo *«Ishime mugore w'ingumba, wowe utigeze ubyara, rangurura maze uvuze impundu, wowe utamenye ububabare bw'igise, kuko abana b'intabwa baruta ubwinshiab'ubana n'umugabo ».*

[28]Mwebwe rero, bavandimwe, muri abana b'isezerano nka Izaki.

[29]Kandi uko byabaye icyo gihe, uwavutse ku bwa kamere mubiri yatotezaga uwavutse ku bwa roho, na n'ubu ni ko bimeze.

[30]Nyamara se Ibyanditswe bibivugaho iki? *«Irukana umuja n'umuhungu we, umwana w'umuja ntagahabwe umurage hamwe n'umwana w'umugore wigenga».*

[31]Bityo rero, bavandimwe, ntituri abana b'umuja, turi abana b'umugore wigenga.

## Abanyagalati 5

### Kwemera Umucunguzi umwe rukumbi

[1]Kristu yaratubohoye kugira ngo tugire ubwo bwigenge. Nimwemarare rero, mwirinde ko umutwaro w'ubucakara wakongera kubagonda ijosi.

[2]Ngaha jyewe Pawulo ndabibabwiye: muramutse mwigenyesheje, Kristu nta cyo yaba akibamariye.

[3]Nongeye kandi kwerurira umuntu wese wigenyesha, ko agomba gukurikiza amategeko iyo ava akagera.

[4]Muzaba mwitandukanije na Kristu rero, nimushakira ubutungane mu mategeko; muzaba mwivukije ineza.

[5]Naho twebwe, ni ku bwa Roho no mu kwemera dutegereje ubutungane twizeye.

[6]Kuko, ku muntu uri muri Kristu, nta cyo bivuze kuba yaragenywe cyangwa atagenywe; igifite akamaro ahubwo, ni ukwemera kujyana n'urukundo.

[7]Ko mwirukaga neza, ni nde ubabambiye ngo mudakurikiza ukuri?

[8]Igishuko nk'icyo nticyaturuka ku Uwabahamagaye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9N’ubundi agasemburo gake gatutumbya irobe ryose.

10Jyewe ndabizeye muri Nyagasani, nzi ko mutatekereza ukundi. Naho ubatera guhagarika imitima, uwo azatsindwa n’urubanza, uwo ari we wese.

11Naho jyewe, bavandimwe, niba nkigisha ukugenywa, naba se kandi ngitoterezwa iki? Ubwo rero, umusaraba nta we waba ugiteye kwibaza.

12Mbese abo babatera guhagarika umutima, bakwishahuye bakamaraho!

### Umubiri si roho

13Mwebweho, bavandimwe, mwahamagariwe ubwigenge. Gusa rero ubwigenge ntibukabere umubiri urwitwazo, ahubwo umwe abere undi umugaragu mugirirana urukundo.

14Kuko amategeko yose abumbiye muri iri jambo rimwe rukumbi ngo «Uzakunde mugenzi wawe nkawe ubwawe ».

15Naho niba mushihana, mugacagagurana, muramenye ntimuzamarane.

16Mureke mbabwire: Roho nabayobore, ni bwo mutazakora ibyo umubiri urarikira.

17Kuko umubiri urarikira ibirwanya Roho, na Roho igakurikirana ibyo umubiri wangira. Ibyo byombi koko birazirana ku buryo namwe mutagenza uko mwishakiye kose.

18None rero, niba muyoborwa na Roho, nta bwo mukigengwa n’amategeko.

19Ibikorwa by’umubiri birigaragaza: ubusambanyi, ubuhabara, ubwomanzi,

20gusenga ibigirwamana, kuroga, kwangana, gukurura intonganya, ishyari, uburakari, kwikuza, amazimwe, amakimbirane,

21inzika, ubusinzi, ubusambo, n’ibindi nk’ibyo. Ndababuriye nk’uko nigeze kubibabwira: abakora bene ibyo, nta murage bazahabwa mu Ngoma y'Imana.

22Naho imbuto ya Roho ni urukundo: ibyishimo, amahoro, kwihangana, ubugwaneza, ubuntu, ubudahemuka,

23imico myiza, kumenya kwifata. Nta tegeko ribuza imigirire nk’iyo.

24Aba Kristu Yezu babambye ku musaraba umubiri wabo n’ingeso mbi ndetse n’irari.

25Niba tubeshejweho na Roho, nituyoborwe na Roho.

### Itegeko rya Kristu

26Twoye kurarikira ikuzo ry’amanjwe, twirinde gushotorana no kugirirana ishyari.

## Abanyagalati 6

1Bavandimwe, niba hagize ufatirwa mu cyaha, mwebwe abayoborwa na Roho,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nimumuhane ariko mumworoheye. Nawe ubwawe witonde, maze utazavaho ushukwa.

2Nimwakirane imitwaro yanyu, bityo muzaba mwumviye byuzuye itegeko rya Kristu.

3Naho uwakwirebamo kuba akataraboneka, kandi nta cyo ari cyo, uwo yaba yibeshya.

4Ahubwo buri muntu asuzume ibikorwa bye bwite. Niba hari icyo abonye yakwiratana, abikore ku giti cye atigereranya n'abandi.

5Kuko buri wese azitwarira uwe muzigo.

6Uwigishwa ijambo, nahe ku bye byose urimwigisha.

7Ntimuzibeshye: Imana ntireregwa. Icyo umuntu azaba yarabibye ni cyo azasarura.

8Ubibira umubiri, azawusaruraho urupfu. Naho ubibira roho, azayisaruraho ubugingo bw'iteka.

9Nitwihatire gukora icyiza tutadohoka, bityo, niba tudacogoye, tuzasarura igihe kigeze.

10Nuko rero, ubwo tukibifitiye umwanya, nitugirire neza abantu bose, cyane cyane abo dusangiye ukwemera.

### Umusaraba wa Kristu waremye byose bundi bushya

11Nimwitegereze noneho izi nyuguti nini: ni jye ubwanjye ubandikira n'ukuboko kwanjye.

12Abashaka gushimwa biratana ibikorwa by'umubiri, abo ngabo ni bo babahatira kugenywa, gusa ngo badatotezwa bahorwa umusaraba wa Kristu.

13Nyamara n'abigenyesha, na bo ubwabo ntibakurikiza amategeko, none barashaka ko mugenywa kugira ngo birate ibyabaye mu mubiri wanyu.

14Naho jyewe nta kindi nakwiratana kitari umusaraba wa Nyagasani wacu Yezu Kristu: ni wo iby'isi bimbambiweho, nanjye nkaba mbibambiweho.

15Kuko nta cyo bimaze kugenywa cyangwa kutagenywa, ahubwo ukuba ikiremwa gishya.

16Abakurikiza iri tegeko bose, bahorane amahoro n'impuhwe, bo na Israheli y'Imana.

17Ahasigaye, ntihakagire undushya, dore ngendana mu mubiri wanjye inguma za Yezu.

18Ineza y'Umwami wacu Yezu Kristu isakare imitima yanyu, bavandimwe. Amen.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Abanyefezi

## Abanyefezi 1

### Indamutso

1Jyewe Pawulo, intumwa ya Yezu Kristu, uko Imana yabishatse, ku batagatifujwe b'indahemuka muri Yezu Kristu:

2mbifurije ineza n'amahoro biva ku Mana, Umubyeyi wacu, no kuri Nyagasani Yezu Kristu.

### Umugambi Imana yagize wo gukiza abantu

3Nihasingizwe Imana, Se w'Umwami wacu Yezu Kristu, Yo yadusakajemo imigisha y'amoko yose, ituruka kuri Roho, mu ijuru, ku bwa Kristu.

4Nguko uko yadutoreye muri We nyine, mbere y'ihangwa ry'ibiriho byose, kugira ngo tuzayihore imbere mu rukundo, turi intungane n'abaziranenge.

5Igena ityo mbere y'igihe, ko tuzayibera abana yihitiyemo, tubikesheje Yezu Kristu. Uko ni ko yabyishakiye ku buntu bwayo,

6kugira ngo izahore isingirizwa ingabire yaduhereye ubuntu mu Mwana wayo w'Inkoramutima.

7Ni We dukesha ugucunguzwa amaraso ye, tukamuronkeramo imbabazi z'ibyaha byacu, ku rugero rw'ubusendere bw'ineza yayo,

8ikaba yarabudusesekajemo ibigiranye ubuhanga n'ubumenyi bwose.

9Yaduhishuriye ibanga ry'ugushaka kwayo, wa mugambi wuje urugwiro yari yifitemo kuva kera,

10ngo izawuzuze ibihe bigeze: umugambi wo gukoranyiriza ibintu byose ku Mutware umwe rukumbi, Kristu, ari ibiri mu ijuru, ari n'ibiri ku isi.

11Ni we kandi twatorewemo tugenwa mbere y'igihe ku buryo buhuye n'umugambi w'Ugenga byose,

12kugira ngo twebwe abashyize amizero muri Kristu, tubonereho gusingiza ikuzo ryayo.

13Namwe rero, aho mumariye kumvira ijambo ry'ukuri, ari yo Nkuru Nziza y'ugukizwa kwanyu, mukaryemera, ni We mukesha kuba mwarashyizweho ikimenyetso cya Roho Mutagatifu wasezeranywe,

14ari na We musogongero w'umugabane twagenewe, ubanziriza icungurwa ry'umuryango Imana yironkeye, ngo ihore isingirizwa ikuzo ryayo.

### Pawulo arabasabira

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

15Ni cyo gituma nanjye, kuva aho menyeye ukwemera mufitiye Nyagasani Yezu, n'urukundo mugirira abatagatifujwe bose,

16ntahwema gushimira Imana kubera mwe, mbibuka mu masengesho yanjye.

17Imana y'Umwami wacu Yezu Kristu, Yo Mubyeyi wuje ikuzo, nibahe umutima w'ubwenge n'ubujijuke, maze muyimenye rwose.

18Ubonye yamurikiye amaso y'umutima wanyu, mugasobanukirwa n'ukwizera mukesha ubutorwe bwanyu, n'ikuzo rihebuje muzigamiweho umurage hamwe n'abatagatifujwe,

19mugasobanukirwa kandi n'ububasha bwayo butagereranywa yadusesuyeho, twebwe abemera!

20Izo mbaraga zitagira urugero yanazigaragarije muri Kristu, igihe imuzuye mu bapfuye, ikamwicaza iburyo bwayo mu ijuru,

21hejuru y'ibyitwa Ibikomangoma, Ibihangange, Ibinyabubasha n'Ibinyabutegetsi byose, ndetse no hejuru y'irindi zina ryose ryashobora kuvugwa ubu no mu bihe bizaza.

22*«Ishyira rero byose mu nsi y'ibirenge bye »,* kandi mbere ya byose imugira umutwe wa Kiliziya ,

23ari yo mubiri n'umusendero w'Uwo Imana ubwayo isendereyemo ku buryo bwose.

## Abanyefezi 2

### Mwazukanye na Kristu

1Namwe kandi mwari mwarapfuye muzize ibicumuro n'ibyaha mwiberagamo kera,

2igihe mwakurikizaga imigenzo y'iyi si, n'Umugenga w'ibyo mu nsi y'ikirere, wa mwuka ukorera mu bagomera Imana...

3Kandi natwe twese kera twari tumeze nka bo, dukurikira irari ry'umubiri wacu, dukora gusa ibyo umubiri ushaka n'ibyifuzo byawo bibi; yewe, ku bwacu twari twikururiye uburakari bw'Imana kimwe na bo.

4Ariko Imana ni Nyir'impuhwe zihebuje; kubera urukundo rwinshi yadukunze,

5n'ubwo twari twarapfuye tuzize ibyaha byacu bwose, yadushubije ubugingo hamwe na Kristu: rwose, kuba mwarakijijwe, mubikesha ubuntu bwayo!

6Nuko hamwe na We iratuzura, maze itwicaza mu ijuru turi muri Kristu Yezu.

7Bityo, igiriye ubuntu bwayo yatugaragarije muri Yezu Kristu, yashatse kwerekana mu bihe bizaza ubukungu butagereranywa bw'ineza yayo.

8Koko mwakijijwe ku buntu, mubikesha ukwemera; nta bwo ari ku bwanyu rero,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ahubwo ni ku bw'ingabire y'Imana.

9Ntibyatewe n'ibyo mwakoze, kugira ngo hatazagira uwirata.

10Koko rero, Imana ni Yo yaduhanze, kandi twaremewe muri Kristu Yezu, kugira ngo dushishikarire ibikorwa byiza Imana yateguye kuva kera igira ngo bijye bituranga iteka.

### Bose bunga ubumwe muri Kristu

11Nuko rero, mwebwe b'abanyamahanga, mwebwe abasuzugurwaga n'Abayahudi kubera umubiri wanyu utagenywe warangaga ukutemera kwanyu, naho bo bakiratana iryo genywa ryabo ryakozwe n'abantu,

12nimwibuke uko mwari mumeze kera: icyo gihe mwari mwibereye aho mutagira Umukiza, nta sano mufitanye na Israheli, nta ho muhuriye n'Amasezerano y'Imana, ndetse mutanayizi, kandi nta cyo mwizeye kuri iyi si.

13Naho ubu ngubu, muri Yezu Kristu, mwebwe abari kure y'Imana kera, mwigijwe bugufi yayo mubikesha amaraso ya Kristu.

14Koko rero ni We mahoro yacu

; Abayahudi n'abatari bo yabahurije mu muryango umwe, maze aca urwango rwabatandukanyaga, rwari rumeze nk'urukuta ruri hagati yabo.

15Yakuyeho itegeko n'amabwiriza ariherekeza, kimwe n'imigenzo yabyo, kugira ngo bombi, ari Umuyahudi, ari n'utari we, abahindure umuntu umwe mushya muri We, bityo agarure amahoro,

16maze bombi abagire umubiri umwe, abagorore n'Imana abigirishije umusaraba we, awutsembeshe inzangano zose.

17Yazanywe no kubamamazamo inkuru nziza y'amahoro, mwebwe mwari kure, kimwe n'abari hafi.

18Ubu rero twese, uko twari amoko abiri, tumukesha guhinguka imbere y'Imana Data, tubumbwe na Roho umwe.

19Nuko rero ntimukiri abanyamahanga n'abasuhuke ; ahubwo musangiye ubwenegihugu n'abatagatifujwe, mubarirwa mu muryango w'Imana.

20Muri inzu yubatswe mu kibanza cy'intumwa n'abahanuzi, maze Yezu Kristu ubwe akaba ibuye riyishyigikira.

21Ibimwubatseho byose bizamuka bisobekeranye neza, bigahinduka ingoro ntagatifu ibereye Nyagasani.

22Namwe kandi ni We mukesha gusobekwa kuri iyo nzu imwubatseho, kugira ngo muhinduke ingoro y'Imana ku bwa Roho Mutagatifu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Abanyefezi 3

### Pawulo ahishura Ibanga rya Kristu

1Ngicyo igituma, jyewe Pawulo, ndi imbohe ya Kristu Yezu kubera mwebwe, abavuye
ishyanga...

2Ngira ngo mwamenye ingabire Imana yampaye ku buntu, ari mwe ibigirira, kugira
ngo isohoze umugambi wayo,

3ikampishurira ibanga ryayo nk'uko maze kubibandikira muri make.

4Nimubisoma, muziyumvira ubwanyu ukuntu nacengewe n'ibanga rya Kristu.

5Iryo banga, Imana ntiyigeze iribwira abantu bo hambere, nk'uko ubu imaze
kurihishurira intumwa zayo ntagatifu n'abahanuzi bayo, ku bwa Roho Mutagatifu.

6None dore n'abanyamahanga na bo bemerewe gusangira umurage umwe natwe,
bakaba ingingo z'umubiri umwe hamwe natwe, kandi bakabona uruhare ku
isezerano rimwe hamwe natwe muri Kristu Yezu, babikesha Inkuru Nziza.

7Kandi iyo Nkuru Nziza ni yo nshinzwe kwamamaza ku bw'ingabire Imana yampaye
ku buntu no ku bubasha bwayo.

8Jyewe w'intamenyekana mu batagatifujwe bose, nahawe iyo ngabire yo kogeza mu
banyamahanga ibyiza bitagereranywa bituruka kuri Kristu,

9no gusobanurira bose ukuntu Imana isohoza wa mugambi wari uhishe kuva kera na
kare muri Yo, Rurema wahanze ibintu byose.

10Bityo, guhera ubu ngubu, Ibikomangoma n'Ibihangange byo mu ijuru bimenyera
kuri Kiliziya ubuhanga bw'Imana buteye kwinshi,

11nk'uko yabigambiriye kuva kera na kare muri Kristu Yezu Umwami wacu.

12Nuko ku bw'ukwemera tumufitiye, duhabwa gutunguka imbere y'Imana
tuyiringiye.

13Ni cyo gituma mbinginga ngo mwoye gucika intege mubitewe n'amagorwa ndimo
mbaruhira, kuko ari yo abahesha ishema.

### Kristu nature mu mitima yanyu

14Ngiyo impamvu itumye mpfukama imbere y'Imana Data,

15Yo icyitwa ububyeyi cyose gikomokaho, ari mu ijuru, ari no ku isi,

16ikaba na Nyir'ikuzo ryose, nkabasabira kugira ngo ibatere imbaraga ibigirishije
Roho wayo, inakomeze umutima wa buri wese.

17Kristu nabaturemo mubikesha ukwemera; mushore imizi mu rukundo,
murushingemo n'imiganda,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[18]maze hamwe n'abatagatifujwe bose, mushobore gusobanukirwa n'urukundo ruhebuje rwa Kristu, mumenye ubugari n'uburebure, ubujyejuru n'ubujyakuzimu byarwo.

[19]Ni bwo muzagera ku bumenyi busumba byose bw'urwo rukundo, maze musenderezwemo mutyo ubukungahare bw'Imana.

[20]Nyir'ububasha bwose, ugirira muri mwe ibyiza bisumba kure cyane ibyo twasaba, ndetse n'ibyo twakwibwira,

[21]naherwe ikuzo muri Kiliziya no muri Kristu Yezu, uko amasekuruza n'ibihe bigenda bisimburana iteka! Amen.

## Abanyefezi 4

### Gufatanya kungura umubiri wa Kristu

[1]Ubu rero, jyewe uri ku ngoyi nzira Nyagasani, ndabinginga ngo mugenze mu buryo bukwiranye n'ubutore bwanyu:

[2]nimubane mu rukundo, murangwe n'ubwiyoroshye, n'ituze, n'ubwiyumanganye, mwihanganirane muri byose,

[3]kandi mwihatire kugumana umutima umwe ubahuza mu mahoro.

[4]Nk'uko Umubiri ari umwe na Roho akaba umwe, ni na ko mwahamagariwe gusangira ukwizera kumwe.

[5]Nyagasani ni umwe, ukwemera ni kumwe, batisimu ni imwe;

[6]n'Imana ni imwe, Yo Mubyeyi wa bose, usumba bose, agakorera muri bose, kandi agatura muri bose.

[7]Buri wese muri twe yahawe ingabire ye bwite, uko Kristu yayimugeneye.

[8]Ni cyo gituma mu Byanditswe hari ahavuga ngo*«Yarazamutse atumbagira ashoreye imbohe,maze aha abantu ingabire »*.

[9]Kuba yarazamutse bivuga iki atari uko yabanje kumanuka akagera ku isi yacu?

[10]Uwari waramanutse ni na We wazamutse mu bushorishori bw'ijuru kugira ngo aganze muri byose.

[11]Ni na We wahaye bamwe kuba intumwa, abandi abaha kuba abahanuzi, abandi abaha kuba abogezabutumwa, abandi abaha kuba abashumba cyangwa se abigisha.

[12]Nguko uko yatunganyijje abatagatifujwe be, anabategurira gukomeza umurimo bashinzwe wo kungura umubiri wa Kristu,

[13]kugeza igihe twese tuzunga ubumwe mu kwemera no mu kumenya Umwana w'Imana, tukazaba abantu bashyitse, bageze ku rugero ruhamye, ruyingayinga

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

igihagararo cya Kristu.

14Ubwo rero ntituzaba tukiri abana basabayangwa, maze ngo twangaranwe n'umuyaga ubonetse wose w'inyigisho ziturutse ku buhendanyi bw'abantu no ku buriganya bwabo bubayobya.

15Ahubwo nitubaho mu rukundo rutaryarya, tuzakura kandi twiyongere ubudahwema twifatanyije na Kristu utubereye umutwe.

16Ni We uha umubiri wose gutera hamwe mu ngingo nyinshi ziwugize, zikawutunga, zikawucunga, buri rugingo ku rugero rwarwo, akanawuha gukura no kwiyubaka mu rukundo.

### Imibereho ishaje n'imibereho mishya

17Dore rero icyo mbabwira kandi mbashishikariza muri Nyagasani: ntimuzongere kugenza nk'abatazi Imana, bikurikirira ubupfu bwabo.

18Koko ibitekerezo byabo bigandiyemo umwijima; bitandukanyije n'ubugingo buva ku Mana kubera ubujiji baterwa no kunangira umutima wabo;

19bataye isoni maze biroha mu busambanyi, bigeza aho batwarwa n'ingeso mbi zose nta cyo bikanga.

20Mwebweho si uko mwigishijwe kumenya Kristu:

21niba koko ari We mwabwiwe, niba ari We mwigishijwe kumenya, mukumva ibihuje n'ukuri kuganje muri Yezu.

22Mugomba rero guca ukubiri n'imibereho yanyu yo hambere, mukivanamo imigenzereze ya muntu w'igisazira ugenda yiyangiza mu byifuzo bibi bimuroha.

23Ahubwo nimuvugurure imitima yanyu hamwe n'ibitekerezo byanyu,

24muhinduke muntu mushya waremwe uko Imana ibishaka mu budakemwa no mu butungane nyakuri.

25Nibitume rero mucika ku binyoma, buri muntu abwire mugenzi we ukuri, kuko bamwe turi ingingo z'abandi.

26Nimufatwa n'uburakari, ntibikabaviremo gucumura; izuba ntirikarenge mugifite umujinya.

27Ntimugahe Sekibi urwaho.

28Uwari umujura ntakongere kwiba, ahubwo ajye yihatira gukoresha amaboko ye imirimo ifite akamaro, kugira ngo abone n'icyo afashisha abari mu bukene.

29Ntihakagire ijambo ribi riva mu kanwa kanyu, ahubwo hajye hava ijambo ryiza ryahumuriza abandi, rikagirira akamaro abaryumva.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

30Muramenye, ntimugashavuze Roho Mutagatifu w'Imana, wa wundi mwahawe ngo abe ikimenyetso kizabaranga ku munsi w'ukubohorwa kwanyu.

31Icyitwa ubwisharirize cyose, n'umwaga, n'uburakari, n'intonganya, no gutukana, kimwe n'icyitwa ububisha cyose, bicibwe muri mwe.

32Ahubwo nimugirirane ineza n'impuhwe, mubabarirane ibyaha nk'uko Imana yababariye muri Kristu.

## Abanyefezi 5

1Nimwigane rero Imana, ubwo muri abana bayo ikunda;

2mujye mukundana nk'uko Kristu yadukunze, maze ubwe akatwitangira aba igitambo n'ituro bimeze nk'umubavu uhumura neza, bigashimisha Imana.

3Naho ibyerekeye ubusambanyi, ubwandavure iyo buva bukagera, kimwe n'ubugugu, ibyo ntibikanavugwe muri mwe; ni ko bikwiye mu batagatifujwe.

4Kandi amagambo ateye isoni, ay'amanjwe, n'amahomvu, na byo ni uko; ahubwo muhore mushimira Imana.

5Koko rero mubimenye neza: nta musambanyi, cyangwa uwandavuye, cyangwa umunyabugugu we uhindura iby'isi ikigirwamana cye —, abo bose, nta wuzagira umugabane mu Ngoma ya Kristu n'Imana.

6Kandi ntihazagire ubahendesha amagambo atagira aho ashingiye, kuko ari ibyo ngibyo bitera Imana kurakarira abayigomera.

7Ntimugafatanye n'abo bantu.

8Koko rero, kera mwigeze kuba umwijima, naho ubu ngubu mwagizwe urumuri muri Nyagasani; nimugenze nk'abana b'urumuri.

9Imbuto kandi y'urumuri ni icyitwa ubugiraneza cyose, n'ubutungane n'ukuri.

10Nimushishoze, mumenye ibishimisha Nyagasani.

11Mureke kugira uruhare ku bikorwa by'umwijima bitagira icyo bibyara, ahubwo mubyamagane;

12kuko ibyo bene abo bakora rwihishwa, yewe ndetse no kubivuga biteye isoni.

13Mubyamagane rero, maze mubishyire ku mugaragaro, kuko urumuri rugaragaza byose uko bimeze.

14Ni cyo gituma bajya bavuga ngo «Kanguka, wowe usinziriye! Haguruka, uve mu bapfuye, maze Kristu akumurikire!»

15Nuko rero nimwitondere imibereho yanyu, ntimube abapfayongo, ahubwo mube abantu bashyira mu gaciro,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16bakoresha neza igihe barimo, kuko iminsi ari mibi.

17Ntimukabe rero abapfu, ahubwo mwihatire kumenya icyo Nyagasani ashaka.

18Ntimugasindishwe na divayi, kuko byabatera kwifata nabi, ahubwo nimwuzure
Roho Mutagatifu.

19Nimufatanye kuvuga zaburi, ibisingizo n'indirimbo mubwirijwe na Roho
Mutagatifu; muririmbe, mwogeze Nyagasani n'umutima wanyu wose.

20Igihe cyose no muri byose, mushimire Imana Data mu izina ry'Umwami wacu Yezu
Kristu.

**Kubana gikristu mu rugo**

21Mujye mworoherana kubera igitinyiro mufitiye Kristu.

22Abagore borohere abagabo babo nk'aho babigirira Nyagasani;

23koko rero umugabo agenga umugore we, nk'uko Kristu agenga Kiliziya
akanayibera umutwe ukiza umubiri wose.

24Nk'uko rero Kiliziya yumvira Kristu, bityo n'abagore nibajye bumvira abagabo
babo muri byose.

25Namwe bagabo, nimukunde abagore banyu, nk'uko Kristu yakunze Kiliziya, maze
akayitangira.

26Yarayitagatifuje, ayisukuza amazi n'ijambo ribiherekeza,

27kugira ngo ayihingutse imbere ye, ibengerana, nta bwandu n'iminkanyari, cyangwa
indi nenge, ahubwo ari Kiliziya ntagatifu kandi itagira amakemwa.

28Nguko uko abagabo bagomba gukunda abagore babo, mbese nk'imibiri yabo bwite.
Ukunda umugore we aba yikunze ubwe.

29Koko rero nta wigeze yanga umubiri we, ahubwo arawugaburira, akawitaho cyane,
mbese nk'uko na Kristu agenzereza Kiliziya.

30Muyobewe se ko turi ingingo z'umubiri we, (nk'uko Ibyanditswe bivuga ngo)

31*«Ni cyo gituma umugabo azasiga se na nyina, akifatanya n'umugore we, bakaba
umubiri umwe »*.

32Iryo yobera rirakomeye, cyakora ibyo mbivuze nzirikana Kristu na Kiliziya.

33Nuko rero namwe, buri mugabo nakunde umugore we uko yikunda, n'umugore
yubahe umugabo we.

## Abanyefezi 6

1Bana, nimwumvire ababyeyi muri Nyagasani, kuko ari byo bikwiye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2«*Wubahe so na nyoko »*; mu mategeko yose ni ryo rya mbere rijyana n'isezerano:

3«*kugira ngo uzagire ihirwe, kandi urambe ku isi*».

4Namwe babyeyi, ntimugakure umutima abana banyu, ahubwo mubarere neza, mubakosore kandi mubagire inama zikomoka kuri Nyagasani.

5Bacakara namwe, nimwumvire ba shobuja ba hano ku isi; mujye mububaha kandi mubatinye, nta buryarya ku mutima, nk'aho mwakumviye Kristu ubwe.

6Ntimugakorerere ijisho nk'abashaka gushimisha abantu, ahubwo mugenze nk'abagaragu ba Kristu, baharanira gukora icyo Imana ishaka.

7Mushishikarire kurangiza ibyo mutegetswe, nk'aho mwaba mukorera Nyagasani, atari abantu mubigirira.

8Umuntu wese, yaba umucakara, yaba uwigenga, muzi ko icyiza azaba yakoze, azakiturwa na Nyagasani.

9Namwe ba shebuja, mujye mubagenzereza mutyo, mureke kubakangisha ibihano; muzi neza ko Shebuja wabo n'uwanyu ari mu ijuru, We utarobanura abantu.

### Intwaro z'umukristu

10Ahasigaye rero, nimugire ubutwari muri Nyagasani, mugire imbaraga ze zibashoboza byose.

11Nimwambare intwaro zikomoka ku Mana, kugira ngo mubashe guhangara imitego ya Sekibi.

12Erega abanzi turwana si abantu, ahubwo abo turwana ni Ibikomangoma, n'Ibihangange, n'Abagenga b'iyi si y'umwijima, n'izindi roho mbizo mu kirere.

13Nuko rero nimwitwaze intwaro z'Imana, kugira ngo muzashobore gukomera ku munsi mubi, muzatsinde mudacogoye.

14Ngaho rero, nimuhagarare gitwari! Ukuri mukugire nk'umukandara mukenyeje, ubutungane mubwambare nk'ikoti ry'icyuma,

15umwete wo kogeza Inkuru Nziza y'amahoro ubabere nk'inkweto mu birenge.

16Ariko cyane cyane muhorane ukwemera, kubabere nk'ingabo izazimya imyambi igurumana ya Nyakibi.

17Nimwakire ingofero y'Umukiro, n'inkota muhawe na Roho, ari yo Jambo ry'Imana.

18Igihe cyose muhore musenga kandi mwambaza ku buryo bwose mubwirijwe na Roho; mubyitondere kandi musabire ubutitsa abatagatifujwe bose.

19Nanjye munsabire kugira ngo mpabwe imbaraga zo kuvuga nshize amanga, namamaza iyobera ry'Inkuru Nziza

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

20mbereye intumwa n'ubwo ndi mu munyururu bwose. Icyampa ngo nshobore kuvuga ibyayo nshize amanga, uko mbigomba.

### Gutashya abavandimwe

21Kugira ngo mumenye uko meze n'icyo nkora, mbatumyeho Tushiko, umuvandimwe nkunda, akaba n'umufasha wanjye w'indahemuka muri Nyagasani.

22Mubatumyeho rero, kugira ngo abamenyeshe ibinyerekeyeho byose, kandi ngo ahumurize imitima yanyu.

23Abavandimwe nibagire amahoro, n'urukundo hamwe n'ukwemera biva ku Mana Data no kuri Nyagasani Yezu Kristu.

24Abakunda Umwami wacu Yezu Kristu bose baragahorana ineza ye mu rukundo rudatezuka.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Abanyafilipi

## Abanyafilipi 1

### Abo yandikira; indamutso

1Twebwe Pawulo na Timote, abagaragu ba Yezu Kristu, ku batagatifujwe bose muri Yezu Kristu bari i Filipi, hamwe n'abayobozi babo n'abadiyakoni babo:

2tubifurije ineza n'amahoro biva ku Mana Umubyeyi wacu, no kuri Nyagasani Yezu Kristu.

### Pawulo ashimira Imana akanasabira Abanyafilipi

3Nshimira Imana yanjye igihe cyose mbibutse, no mu masengesho yanjye yose

4buri gihe mbasabira mwese nishimye,

5kubera uruhare mwagize mu kwamamaza Inkuru Nziza kuva ku munsi wa mberekugeza ubu.

6Sinshidikanya rero ko Imana yabatangiyemo uwo murimo mwiza, izanawukomeza kugeza ku munsi Yezu Kristu azaziraho.

7Ngibyo ibitekerezo mbafitiye mwese, kandi koko birakwiye, kuko mbahoza ku mutima, mwebwe muhora mwifatanyije nanjye mu neza yose Imana yangiriye, haba ubu ndi mu buroko, haba n'igihe twarwaniraga Inkuru Nziza, ngo ikomere.

8Koko ndabakunda n'umutima wanjye wose, wuzuye urukundo rwa Yezu Kristu: Imana ubwayo nyitanzeho umugabo!

9Icyo mbasabira rero ni uko urukundo rwanyu rwakomeza kwiyongera, mu bwenge no mu bumenyi bwose,

10kugira ngo mushobore guhitamo ibitunganye. Bityo muzabe abaziranenge n'indahemuka kugera ku munsi wa Kristu,

11maze muzere imbuto z'ubutungane zituruka kuri Kristu, zigahesha Imana ikuzo n'ishimwe.

### Inkuru Nziza Pawulo afungiwe ikomeza kumenyekana

12Bavandimwe, ndashaka kubamenyesha ko ibyangwiririyebyatumye ndetse Inkuru Nziza ijya mbere,

13ku buryo byagaragaye imbere y'urukiko rukuru n'imbere ya rubanda rwose, ko ndi mu buroko kubera Kristu,

14kandi ingoyi ndiho yatumye abavandimwe benshi barushaho kwizera Nyagasani, batinyuka kwamamazaijambo ry'Imana nta mususu.

15N'ubwo bamwe bagenza batyo babitewe n'ishyari no gushaka kurushanwa, abandi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bamamaje Kristu babitewe n'umutima mwiza koko.

16Bamwe babikorana urukundo, kuko bazi neza ko mbereyeho kurengera Inkuru Nziza.

17Naho abandi bakamamaza Kristu bahimana kandi baryarya, bibwira ko bongera ububabare nterwa n'ingoyi ndiho.

18Ariko se bitwaye iki? Uko biri kose, baryarya cyangwa se babikora babikuye ku mutima, mpfa ko Kristu yamamazwa, ngicyo ikinshimisha. Ndetse bizakomeza kunshimisha iteka,

19kuko nzi neza ko ari byo bizangeza ku mukiro mbikesha amasengesho yanyu n'inkunga ya Roho wa Yezu Kristu.

20Icyo ntegereje kandi nizeye ndashidikanya, ni uko ntazakorwa n'isoni ahubwo ubu n'iteka ryose nzahesha Kristu ikuzo nta mususu, haba mu bugingo bwanjye, haba mu rupfu rwanjye.

21Koko rero, Kristu ni we bugingo bwanjye ndetse gupfa byambera urwunguko.

22Niba ariko gukomeza kubaho muri uyu mubiri byatuma nkora umurimo w'ingirakamaro, simbona icyo nahitamo...

23Ndagirijwe impande zombi: nifuzaga kwigendera ngo mbane na Kristu, kuko ari byo birushijeho kuba byiza;

24ariko gukomeza kubaho mu mubiri ni cyo mukeneye.

25Mu by'ukuri, nzi neza ko nzakomeza kubaho, kandi nkagumana namwe, kugira ngo mujye mbere kandi mushimishwe n'ukwemera kwanyu;

26bityo, nimbagarukamo, bizababere impamvu yo kwishimana kurushaho muri Kristu Yezu.

### Imigenzereze ikwiranye n'Inkuru Nziza

27Nyamara rero, nimukore ibikwiranye n'Inkuru Nziza ya Kristu. Bityo, nindamuka nje maze nkababona, cyangwa se nintahaba, nzumve ko mukomeye mufite ubumwe, kandi ko muhuje umutima mugafatanyiriza hamwe kurwanira ukwemera mukesha Inkuru Nziza.

28Ababarwanya rero ntibakabatere ubwoba na busa; maze ibyo bizabumvishe ko bazorekwa, naho mwebwe mukazarokorwa mubikesha Imana.

29Kuko mutahawe gusa kwemera Kristu, mwahawe no kubabara ari We mugirira,

30ubwo mumurwanira intambara imwe n'iyanjye, nk'uko mwabimbonanye, kandi mukaba mubinyumvaho ubu.

## Abanyafilipi 2

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

1Niba rero inkunga yanyu iri muri Kristu, niba koko mutera imbere mu rukundo, niba koko muhuriye kuri Roho Mutagatifu, niba kandi mufite umutima w'impuhwe,

2ngaho nimunsenderezemo ibyishimo, mutekereza kimwe, muhuje urukundo, muhuje n'umutima, murangamiye bimwe.

3Ntimukagire icyo mukora mubitewe n'ishyari cyangwa ukwikuza, ahubwo mwicishe bugufi, buri muntu yibwire ko abandi bamuruta.

4Mwoye guharanira ibyanyu gusa, ahubwo mwite no ku by'abandi.

## Yezu yigira umugaragu agakuzwa

5Nimugire mu mitima yanyu amatwara ahuje n'aya Kristu Yezu ubwe:

6N'ubwo we yari afite imimerere imwe n'iy'Imana, ntiyagundiriye kureshya na Yo.

7Ahubwo yihinduye ubusabusa, yigira nk'umugaragu, maze mu migirire ye agaragaza ko ari umuntu. Nuko aho amariye kwishushanya n'abantu,

8yicisha bugufi kurushaho, yemera kumvira, ageza aho gupfa, apfiriye ndetse ku musaraba.

9Ni cyo cyatumye Imana imukuza, imuha Izina risumbye ayandi yose,

10kugira ngo nibamara kumva izina rya Yezu, bose bamupfukamire, mu ijuru, ku isi n'ikuzimu,

11kandi indimi zose zamamaze ko Yezu Kristu ari We Nyagasani, biheshe Imana Se ikuzo.

## Nimube indakemwa rwagati mu bantu

12None rero nkoramutima zanjye, ubwo mutahwemye kumvira igihe nari mpari, n'ubu ngubu ndahari mubikomeze ndetse murusheho; ngaho nimushishikarire uburokorwe bwanyu mufite ubwoba kandi mudagadwa,

13kuko Imana ari yo ibatera gushaka no gukora ikiyishimisha.

14Mukore byose mutinuba kandi mutagingimiranya,

15kugira ngo mube indakemwa n'indahinyuka, mube n'abana b'Imana bazira inenge rwagati mu bantu b'indyarya kandi bararutse, mukamurika muri bo nk'inyenyeri mu kirere,

16kubera iryo jambo ry'ubugingo mwifitemo. Bityo ku munsi wa Kristu, bizambere ikuzo kuba ntarirukiye ubusa kandi ntaravunikiye ubusa.

17Kandi n'aho byaba ngombwa ko mena amaraso yanjye, akamishwa ku gitambo no ku ituro ry'ukwemera kwanyu, byanshimisha, kandi nasangira namwe mwese ibyo byishimo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

18Bityo, namwe nimwishime, kandi muhimbarwe hamwe nanjye.

### Amakuru ya Timote na Epaforoditi

19Icyakora nizeye muri Nyagasani Yezu kubohereza bidatinze Timote, kugira ngo nanjye nimenya amakuru yanyu, nshyire umutima hamwe.

20Mu by'ukuri nta wundi mfite duhuje umutima, wakwita ku byanyu koko:

21kuko abandi bose bakurikira ibiri ibyabo, aho gukurikira ibya Yezu Kristu.

22Naho we, muzi agaciro ke, n'ukuntu yagokeye Inkuru Nziza hamwe nanjye nk'uko umwana agokana na se.

23Nizeye kumubohereza, nkimara kubona aho ibyanjye byerekeye.

24Byongeye nizeye rwose muri Nyagasani ko nanjye nzaza iwanyu bidatinze.

25Ariko nasanze ari ngombwa kubohereza Epaforoditi, umuvandimwe wanjye dusangiye umurimo n'intambara, mwari mwanyohereje ngo anyunganire mu byo nkeneye,

26kuko yari abakumbuye mwese, akanashavuzwa n'uko mwumvise ko yarwaye.

27Ni koko, yararwaye yenda gupfa, ariko Imana iramubabarira; nyamara si we yababariye gusa, emwe nanjye, kugira ngo noye guhora nicwa n'agahinda.

28Nihutiye rero kumubohereza, kugira ngo nimumubona mwongere kwishima, nanjye kandi ako gahinda ngakire.

29Nimumwakirane rero ibyishimo muri Nyagasani, kandi mugirire icyubahiro umuntu nk'uwo.

30Yari agiye gupfa azize umurimo wa Kristu, yitanga atizigamye kugira ngo abasimbure mu byo mutari mubashije kumfasha.

## Abanyafilipi 3

### Inzira y'ubutungane bw'ukuri

1Ahasigaye, bavandimwe banjye, nimwishimire muri Nyagasani. Ntibinduhije kongera kubibandikira, kandi bibafitiye akamaro.

2Mwirinde izo mbwa ! Mwirinde abo bagiranabi! Mwirinde abirata ko bagenywe!

3Burya ni twe twagenywe by'ukuri, twe dusenga Imana ku bwa Roho wayo, twe dufite ikuzo ryacu muri Yezu Kristu, aho kwiringira umubiri.

4Icyakora jyewe ubwanjye simbuze impamvu zo kwiringira iby'umubiri, ndetse nzirusha uwo ari we wese wabyiringira:

5Jyewe, wagenywe ku munsi wa munani, nkaba uwo mu muryango wa Israheli no mu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nzu ya Benyamini, Umuhebureyi ukomoka ku Bahebureyi, n'Umufarizayi mu byerekeye Amategeko!

6Ku byerekeye umwete, natoteje Kiliziya; naho ku byerekeye ubutungane bukeshwa amategeko, simpinyuka.

7Ariko ibyo byose byampeshaga agaciro, nasanze ari igihombo, kubera Kristu.

8Ndetse nsanga ko ibintu byose ari igihombo ubigereranije n'icyiza gisumba byose ari cyo kumenya Umwami wanjye Yezu Kristu. Kubera We nemeye guhara byose no kubyita umwanda, kugira ngo nunguke Kristu,

9maze nzamusange ntishingikirije ubutungane bwanjye bukomoka ku Mategeko, ahubwo mfite ubutungane bukomoka ku kwemera Kristu, buva ku Mana, bukaba bushingiye ku kwemera.

10Igisigaye ni ukumumenya, We wazukanye ububasha, no kwifatanya na We mu bubabare bwe, ndetse no kwishushanya na We mu rupfu rwe,

11kugira ngo nibishoboka, nanjye nzagere ku izuka mu bapfuye.

12Si ukuvuga ko ubu ibyo nabigezeho, cyangwa ko naba narabaye intungane, ahubwo ndatwaza ngo nsingire Yezu Kristu, mbese nk'uko We ubwe yansingiriye.

13Koko, bavandimwe, sinemeza ko nabigezeho; icyo mparanira ni kimwe gusa: ibyashize ndabyihorera nkihatira ibizaza.

14Ntwaza rero ngana intego, ya ngororano Imana iduhamagarira mu ijuru muri Kristu Yezu.

15Twese abagamije ubutungane, tugenze dutyo; niba kandi mubyumva ukundi, na byo Imana izabibamurikira.

16Aho tugereje rero, dufatanye gukomeza inzira imwe.

17Mwese, bavandimwe, mugenze nkanjye, kandi mwitegereze abakurikira urugero tubahaye.

18Koko rero nabibabwiye kenshi, kandi n'ubu ndabivugana amarira: hariho benshi bagenza nk'abanzi b'umusaraba wa Kristu.

19Amaherezo yabo ni ukorama; kuko inda yabo bayigize Imana yabo, maze bakikuriza mu byagombaga kubatera isoni, bo baharanira iby'isi gusa.

20Twebweho, iwacu ni mu ijuru; ni ho hazaturuka Umukiza dutegereje, Umwami wacu Yezu Kristu,

21We uzahindura ukundi umubiri wacu wa gitindi, ugasa n'umubiri we wakirana ikuzo, akoresheje ububasha afite bwo kwigarurira byose.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Abanyafilipi 4

1Nuko rero, bavandimwe banjye nkunda kandi nkumbuye cyane, mwebwe byishimo byanjye n'ingororano yanjye, nimukomere mutyo muri Nyagasani, nkoramutima zanjye!

### Ubwumvikane, ibyishimo n'amahoro

2Ndasaba Evodiya kandi ndinginga Sintike ngo bashyire hamwe muri Nyagasani.

3Nawe rero, Sizugo , mugenzi wanjye w'indahinyuka, ndakwinginga ngo ubafashe, kuko bantabaye mu kogeza Inkuru Nziza, hamwe na Kilimenti n'abandi bangobotse; none amazina yabo akaba yanditse mu Gitabo cy'ubugingo.

4Muhore mwishima muri Nyagasani; mbisubiyemo, nimwishime.

5Ubugwaneza bwanyu nibumenyekane ku bantu bose. Nyagasani ari hafi.

6Ntimugire ikibahagarika umutima, ahubwo nimumenyeshe Imana icyo mukeneye cyose, muyisenga, muyinginga, munayishimira.

7Maze amahoro y'Imana arenze icyitwa ubwenge cyose, ahore mu mitima no mu bitekerezo byanyu, muri Kristu Yezu.

8Ahasigaye, bavandimwe, icyitwa icy'ukuri cyose kimwe n'igikwiye kubahwa, igitunganye, ikitagira inenge, igikwiye gukundwa no kuratwa, mbese icyitwa ingeso nziza cyose kandi gikwiriye ishimwe, abe ari cyo muharanira.

9Ibyo nabigishije kandi mwemeye, ibyo mwanyumvanye kandi mwambonanye, mujye mubikora, maze Imana y'amahoro izahorane namwe.

### Pawulo ashimira Abanyafilipi imfashanyo bamwoherereje

10Narishimye cyane muri Nyagasani mbitewe n'uko ishyaka mumfitiye ryiyongereye; icyakora, murarisanganywe, uretse ko mwari mwarabuze uko muringaragariza.

11Ibyo simbivuga kubera ubukene ndimo, kuko nimenyereje kunyurwa n'ibyo mfite.

12Nzi kubaho ntunzwe na bike, nzi no kubaho muri byinshi. Muri byose, buri gihe, nitoje guhaga no gusonza, gukira no gukena.

13Nshobora byose muri Kristu untera imbaraga.

14Icyakora mwagize neza muntabara mu kaga.

15Mwebwe kandi, Banyafilipi, murabizi: Inkuru Nziza ikimenyekana iwanyu, ubwo nari nturutse i Masedoniya, nta Kiliziya n'imwe yangobotse ngo imfashe mu byo nari nkeneye, keretse mwebwe mwenyine.

16N'ubwo nari ndi i Tesaloniki, mwanyoherereje imfashanyo, ndetse ubugira kabiri.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17Mumenye ariko ko nta maturo mparanira; icyo nkurikiranye ni uko inyungu yanyu yiyongera.

18Ubu mfite ibya ngombwa byose, ndetse birarenze, byasendereye igihe Epaforoditi anshyikirije amaturo yanyu, yo mubavu mwiza n'igitambo kinyura Imana.

19Kandi Imana yanjye, mu bukungahare n'ikuzo byayo, izabasenderezaho ingabire zayo mu byo mukeneye byose, muri Kristu Yezu.

20Nihakuzwe Imana Umubyeyi wacu iteka ryose. Amen.

### Gutashya abavandimwe

21Mutashye uwatagatifujwe wese muri Yezu Kristu. Abavandimwe turi kumwe barabatashya.

22Abatagatifujwe bose barabatashya, ariko cyane cyane abo mu ngoro ya Kayizari.

23Muhorane ineza y'Umwami wacu Yezu Kristu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Abanyakolosi

## Abanyakolosi 1

### Indamutso

1Jyewe Pawulo, intumwa ya Yezu Kristu, uko Imana yabishatse, n'umuvandimwe wacu Timote,

2ku batagatifujwe b'i Kolosi, kuri mwebwe, bavandimwe b'indahemuka muri Kristu: tubifurije ineza n'amahoro biva ku Mana Umubyeyi wacu.

### Pawulo ashimira Imana akanabasabira

3Turashimira Imana, Se w'Umwami wacu Yezu Kristu, kandi tukanabasabira ubudahwema,

4kuva aho twumviye ukwemera mufitiye Yezu Kristu, n'urukundo mugirira abatagatifujwe bose,

5mubitewe no kwizera ibyiza bibagenewe mu ijuru. Ayo mizero mwayamenyeshejwe n'ijambo ry'ukuri, ari yo Nkuru Nziza yageze iwanyu.

6Nk'uko irumbuka kandi igakwira ku isi yose, no muri mwe ni ko bimeze, kuva aho mwumviye kandi mukamenya by'ukuri ingabire y'Imana.

7Mugenzi wacu Epafurasi dufatanyije umurimo, ni we wayibigishije.

8Uwo mugaragu w'indahemuka wa Yezu Kristu ubakorera mu kigwi cyacu, yanatumenyesheje urukundo mwasenderejwe na Roho Mutagatifu.

9Ni cyo gituma natwe, kuva aho tubyumviye, tudahwema kwambaza tubasabira ku Mana, kugira ngo mugire ubumenyi bushyitsebw'icyo ishaka, muhore murangwa n'umutima wuzuye ubuhanga n'ubushishozi ku bwa Roho Mutagatifu.

10Nguko uko muzizihiza Nyagasani mu mibereho yanyu imunyuze muri byose, munakore ibyiza byinshi kandi mugende murushaho kumenya Imana.

11Bityo muzakomezwa n'imbaraga zayo zitagereranywa, mubashe kuba indacogora no kwihangana muri byose.

### Igisingizo cya Kristu

12Nimunezerwe kandi mushimire Imana Data watumye mugira umugabane ku murage w'abatagatifujwe bari mu mucyo.

13Koko rero, yatugobotoye ku ngoyi y'umwijima, atujyana mu Ngoma y'Umwana we akunda byimazeyo,

14ari na We dukesha gucungurwa no kubabarirwa ibyaha.

15Ni We shusho ry'Imana itagaragara, Umuvukambere mu byitwa ikiremwa cyose ,


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16kuko byose byaremewe muri We, ari ibiri mu ijuru, ari n'ibiri ku isi. Ibigaragara n'ibitagaragara, Ibinyabubasha n'Inganji, Ibikomangoma n'Ibihangange: byose byaremwe na We, kandi ni We byaremewe;

17yariho mbere ya byose, kandi byose bibeshwaho na We.

18Ni We kandi Mutwe w'umubiri, ari wo Kiliziya, akaba n'Ishingiro, n'Umuvukambere mu bapfuye, kugira ngo ahorane muri byose umwanya w'ibanze;

19kuko Imana yizihijwe no kumusenderezamo ibyiza byose,

20kandi muri We yiyunga n'ibiriho byose, ndetse ari We ibigirira, ari ibiri ku isi, ari n'ibiri mu ijuru, byose ibisakazaho amahoro aturutse ku maraso ye yameneye ku musaraba.

21Namwe ubwanyu, kera mwari mwaraciye ukubiri n'Imana, mwari n'abanzi bayo kubera ibitekerezo n'ibikorwa byanyu bibi,

22none ubu ngubu yabahaye kwigorora na Yo, mubikesha Umwana wayo watanze umubiri we akabapfira, kugira ngo mube abatagatifu, nta mwanda kandi nta makemwa, imbere yayo.

23Cyakora mukomere mu kwemera, ntimugahungabane, ngo muteshuke ku mizero mwasezeranyijwe n'Inkuru Nziza mwumvise, ari yo yamamarijwe ikiremwa cyose kiri mu nsi y'ijuru, akaba ari na yo jyewe Pawulo ndahwema kuruhira.

### Pawulo aruhira Kristu

24Ubu rero nshimishijwe n'uko mbabara ari mwe ngirira, maze ibyari bibuze ku mibabaro ya Kristu, nkabyuzuriza mu mubiri wanjye, mbigirira umubiri we, ari wo Kiliziya.

25Koko rero, nabaye umugaragu wa Kiliziya, biturutse ku murimo Imana yanshinze muri mwe: ni uwo kubagezaho byuzuye ijambo ry'Imana,

26mbamenyesha ibanga ryari ryarahishwe kuva kera kose no mu bisekuruza byose, none rikaba rimaze guhishurirwa abatagatifujwe bayo.

27Ni bo Imana yishakiye kumenyesha ikuzo n'ibyiza bitagereranywa iryo banga rizanira abanyamahanga: Kristu ari muri mwe, We uzaduhesha ikuzo twizeye!

28Kristu uwo nyine ni We twamamaza, tuburira buri muntu kandi tumwigisha ubwenge bwose, kugira ngo buri wese tumuhindure intungane muri Kristu.

29Ngicyo icyo nduhira nkakirwanirira nkoresheje imbaraga zose mpora nterwa na We.

## Abanyakolosi 2

1Nifuza rero ko mumenya intambara ikomeye mbarwanira, mwebwe n'abo muri

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Lawodiseya, ndetse n'abandi batigeze bambona n'amaso yabo.

2Icyo mparanira ni uko imitima yabo ihumurizwa, bakibumbira mu rukundo, kandi bakagera ku bumenyi bwuzuye bw'ibanga ry'Imana, ari ryo Kristu,

3We nganzo iganjemo icyitwa ubuhanga n'ubumenyi cyose.

4Ibyo mbibabwiriye kugira ngo hatagira ubashukisha amagambo y'amaryohereza.

5N'ubwo tutari kumwe bwose, mbahozaho umutima nejerejwe n'uko iwanyu ibintu byose biri mu buryo, n'uko kandi mukomeza kwemera Kristu mutadohoka.

### Pawulo abashishikariza kwibumbira muri Kristu

6Bityo rero, nimukomeze mujye mbere muri Kristu Yezu Umwami wacu, mbese nk'uko mwamubwiwe ;

7mushore imizi muri We, kandi mube ari We mwishingikirizaho, mukomejwe n'ukwemera babatoje, mushimira Imana ubudahwema.

8Muramenye ntihazagire ubashukisha bene za nyigisho z'ubuhendanyi bita ubuhanga bwahebuje, zihuje n'ibitekerezo by'ubuyobe bw'abantu, zigashingira ku by'isi, ariko zinyuranye na Kristu.

9Koko rero ni We ubusendere bwose bwa kamere-Mana butuyemo mu buryo bw'umubiri,

10kandi namwe ubwanyu abasenderezamo ibyiza byose, We mutware w'Ibikomangoma n'Ibihangange byose.

11Mwagenywe muri We ; ariko iryo genywa si rya rindi rikorwa n'abantu, ahubwo ni igenywa mwakorewe na Kristu, ari ryo ribakiza irari ry'imibiri yanyu.

12Igihe mubatijwe, mwahambanywe na Kristu, kandi muzukana na we, kuko mwemeye ububasha bw'Imana yamuzuye mu bapfuye.

13Mwebwe mwari mwarapfuye muzize ibyaha byanyu n'umubiri wanyu wandavuye, none Imana yabashubije ubugingo hamwe na We, itubabarira ibicumuro byacu byose.

14Yasibanganyije urwandiko rwadushinjaga imyenda twarimo kubera amategeko tutakurikije, irarushwanyaguza irubamba ku musaraba.

15Yanyaze Ibikomangoma n'Ibihangange, ibakoza isoni ku mugaragaro, ibakurubana nk'ingaruzwamuheto inyuma ya Kristu utahanye intsinzi ku bw'umusaraba we.

16Nuko rero ntihakagire ubacira urubanza mu byerekeye ibiribwa cyangwa ibinyobwa, cyangwa se kubera iminsi mikuru, imboneko z'ukwezi n'amasabato.

17Ibyo byose ni amarenga y'ibyagombaga kuzaza, ariko ukuri nyako ni Kristu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

18Ntihakagire kandi ababavutsa amahoro bakurikiza utugenzo tudafite akamaro, bagasenga abamalayika, bakirata ko babonekewe, bakurikije ibitekerezo byabo by'amanjwe.

19Bene abo bitandukanyije n'Umutwe uhuza kandi ukagaburira umubiri wose, ukawukuza ubigirishije imitsi n'ingingo, nk'uko Imana ibishaka.

### Gupfa no kuzukana na Kristu

20Ubwo mwapfanye na Kristu, mukagobotorwa ku by'isi, ni iki cyatuma mugenza nk'aho mukiri ab'isi,

21mugakurikiza bene iyi miziro, ngo «Wifata iki!», cyangwa «Ntusomeho!», cyangwa «Ntukoreho!»

22Kandi ibyo byose bizashira mukibikoresha! Ngayo amategeko n'inyigisho z'abantu!

23Koko, ibyo byose wagira ngo birimo ubwenge, cyangwa ngo bigamije gushimisha Imana mu kwicisha bugufi no kwigomwa, nyamara nta kamaro bifite na gato ko gucubya irari ry'umubiri.

## Abanyakolosi 3

1Ubwo mwazukanye na Kristu, nimuharanire ibyo mu ijuru, aho Kristu ari, yicaye iburyo bw'Imana;

2nimurangamire iby'ijuru, aho kurarikira iby'isi.

3Koko mwapfanye na Kristu, none ubugingo bwanyu bwihishe hamwe na We mu Mana.

4Aho Kristu azigaragariza, We bugingo bwanyu, icyo gihe namwe muzagaragara muri kumwe na We, mu ikuzo ryisesuye.

### Imibereho ya muntu w'igisazira n'iya muntu mushya

5Nimucike rero ku bibarimo byose bibatera gutwarwa n'iby'isi, nk'ubwiyandarike n'ubusambanyi, ingeso mbi n'irari ribi, ibyifuzo bibi n'ubugugu butuma musenga ibintu nk'ibigirwamana!

6Ngibyo ibirakaza Imana.

7Nguko uko namwe mwagenzaga kera, mugikora ibyo.

8Noneho ubu, namwe ibyo byose nimubizinukwe: uburakari, umwaga, ubugome, ibitutsi, n'ibigambo bibi bibava mu kanwa.

9Nimuherukire aho kubeshyana, kuko mwasezereye muntu w'igisazira hamwe n'imigenzereze ye,

10mugahinduka muntu mushya, uwo Umuremyi ahora avugururа amwishushanya,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

agira ngo amugeze ku bumenyi nyakuri.

11Icyo gihe rero ntihaba hakivugwa Umugereki cyangwa Umuyahudi, uwagenywe cyangwa utagenywe, umunyeshyanga cyangwa Umushiti , umucakara cyangwa uwigenga; ahubwo haba havugwa gusa Kristu, uba byose muri bose.

12Naho mwebwe, ntore z'Imana, mukaba abatagatifu bayo ikunda byimazeyo, nimugire umutima wuje impuhwe, ubugiraneza, ubwiyoroshye, ituze, n'ukwiyumanganya.

13Nimwihanganirane kandi, niba umwe agize icyo apfa n'undi mubabarirane. Nk'uko Nyagasani yababababariye, namwe nimugenze mutyo.

14Ariko ikiruta ibyo byose, nimugire urukundo ruzabahuriza mwese mu butungane.

15Kandi amahoro ya Kristu naganze mu mitima yanyu, kuko ari yo mwahamagariwe ngo mube umubiri umwe. Kandi mujye muhora mushimira.

16Ijambo rya Kristu niribaturemo, risagambe rwose. Mujye mwigishanya kandi muhanane, mubigiranye ubwitonzi. Mujye mushimira Imana mu mitima yanyu, muyiririmbira zaburi, ibisingizo n'izindi ndirimbo mubwirijwe na Roho Mutagatifu.

17Ari ibyo muvuze, ari n'ibyo mukoze, byose mujye mubigira mu izina rya Nyagasani Yezu, abe ari we mwisunga mushimira Imana Data.

**Kubana gikristu mu rugo**

18Bagore, mujye mworohera abagabo banyu nk'uko bikwiye, mubigirira Nyagasani.

19Bagabo, namwe nimukunde abagore banyu, mwoye kubabera abanyamwaga.

20Bana, nimwumvire ababyeyi banyu muri byose, kuko ari byo binyura Nyagasani.

21Babyeyi, namwe ntimugatonganye abana banyu ubutitsa, mutazabakura umutima.

22Bagaragu, nimwumvire muri byose ba shobuja bo kuri iyi si, mudakorera ijisho, nk'aho ari abantu mushaka gushimisha, ahubwo mubigirane umutima utaryarya, mwubaha Nyagasani.

23Icyo mukoze cyose, mujye mugikora mwimazeyo nk'abakorera Nyagasani, atari ugukorera abantu,

24muzirikana ko muzahembwa na Nyagasani umurage yageneye abe. Nyagasani Kristu ni We mukorera.

25Ugira inabi wese azayiturwa, kandi bose bazagenzerezwa kimwe.

## Abanyakolosi 4

1Namwe ba shebuja, mujye muha abagaragu banyu ibitunganye n'ibibakwiye, mwibuka ko namwe mufite Shobuja uri mu ijuru.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Imigambi ya gikristu n'amakuru ya Pawulo

2Nimukomere ku isengesho, muhugukire gushimira.

3Mudusabire natwe, kugira ngo Imana iduteguririre uburyo bwo kwamamaza ibanga rya Kristu , ari na ryo ritumye mba imfungwa,

4maze mbone kuritangaza uko mbishinzwe.

5Abo mudasangiye ukwemera, mubagenderere mu bwitonzi, mubibonere umwanya n'uburyo.

6Amagambo muvuze ahore arangwa n'ineza, amere nk'asize umunyu; uwo muvuganye wese mumenye kumusubiza uko bikwiye.

7Ibinyerekeyeho byose muzabibwirwa na Tushiko, uwo muvandimwe nkunda wandwanyeho kandi twafatanyije umurimo wa Nyagasani.

8Ndamubohererereje kugira ngo ababwire amakuru yacu kandi abahumurize.

9Mbohererereje na Onezimi, uwo muvandimwe nkunda kandi w'inyangamugayo, ngo bazane maze babamenyeshe ibyabaye ino byose.

### Gutashya abavandimwe

10Arisitariko mugenzi wanjye dufunganywe arabatashya, na Mariko mwene sewabo wa Barinaba; naza iwanyu, muzamwakire neza, mukurikije amabwiriza mwahawe.

11Yezu, uwo bahimbye irya Yusito, na we arabatashya. Ni bo bonyine mu Bayahudi bamfashije kogeza Ingoma y'Imana, bambereye igihozo.

12Epafurasi uvuka iwanyu arabatashya; uwo mugaragu wa Yezu Kristu ntahwema kubasabira, kugira ngo mukomere mube intungane, kandi mukurikize muri byose ugushaka kw'Imana.

13Rwose ndahamya ko abaruhira cyane, mwebwe n'abo muri Lawodiseya, n'abo kuri Hiyerapoli.

14Arabatashya Luka, umuganga dukunda, na Demasi.

15Mutashye abavandimwe bari i Lawodiseya, na Nimifa, n'abakoranira mu nzu ye bose.

16Nimumara gusoma iyi baruwa, muzayohererereze na Kiliziya y'i Lawodiseya maze na bo bayisome; namwe muzasome ivuye i Lawodiseya nibageraho.

17Mubwire Arikipo muti «Witondere umurimo wahawe muri Nyagasani, kandi wihatire kuwutunganya!»

18Ngiyo intashyo yanjye mbandikiye ubwanjye, jyewe Pawulo. Mwibuke kandi ingoyi ndiho. Muhorane ineza ya Nyagasani!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Abanyatesaloniki, iya 1

## Abanyatesaloniki, iya 1 1

### Indamutso

1 Jyewe Pawulo, na Silivani, na Timote kuri Kiliziyay'Abanyatesaloniki, yibumbiye ku Mana Data no kuri Nyagasani Yezu Kristu: tubifurije ineza n'amahoro.

### Uko Abanyatesaloniki bakiriye Inkuru Nziza

2 Iyo tubibutse mu masengesho yacu, ntiduhwema gushimira Imana kubera mwebwe mwese.

3 Duhora twibuka ibikorwa byiza n'ukwemera kwanyu, n'imiruho muterwa n'urukundo rwanyu, n'ukuntu mwiringiye Umwami wacu Yezu Kristu mudatezuka imbere y'Imana Umubyeyi wacu.

4 Bavandimwe, nkoramutima z'Imana, tuzi neza ko muri mu bo yatoye.

5 Koko rero, Inkuru Nziza tubamenyesha, nta bwo yabagejejweho mu magambo gusa, ahubwo twayamamaje dushize amanga, twishingikirije ububasha butyaye bwa Roho Mutagatifu. Muzi neza ukuntu twabagenjereje tugamije kubagirira akamaro.

6 Namwe mwaratwiganye, mwigana na Nyagasani, maze mu bitotezo byinshi, mwakirana ijambo ry'Imana ibyishimo bikomoka kuri Roho Mutagatifu.

7 Byatumye mubera urugero abemera bose bo muri Masedoniya n'abo muri Akaya.

8 Koko rero, ijambo rya Nyagasani, rihereye iwanyu, ntiryasakaye muri Masedoniya no muri Akaya gusa, ahubwo inkuru y'ukuntu mwemeye Imana yamamaye hose, ku buryo nta cyo twakwiririrwa tubivugaho.

9 Bose kandi bavuga uko twakiriwe iwanyu, n'ukuntu mwayobotse Imana, mugata ibigirwamana, kugira ngo mukorere Imana nzima kandi nyakuri,

10 kandi mutegereze Umwana wayo Yezu yazuye mu bapfuye, We uzaza ava mu ijuru ngo adukize uburakari bugiye kuza.

## Abanyatesaloniki, iya 1 2

### Imvune n'imiruho ya Pawulo i Tesaloniki

1 Namwe ubwanyu, bavandimwe, muzi ukuntu twaje iwanyu, kandi ntibibapfire ubusa.

2 N'ubwo i Filipi twari tumaze kuhabonera imibabaro no kuhatukirwa cyane, nk'uko musanzwe mubizi, ntibyatubujije kubasanga namwe, twiringiye Imana yacu, ngo tubagezeho Inkuru Nziza yayo mu ngorane nyinshi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Inyigisho zacu ntizishingiye ku buyobe cyangwa ku migambi idahwitse, cyangwa se ku mayeri.

4Ariko kubera ko yabanje kutugerageza kugira ngo idushinge Inkuru Nziza yayo, bituma tuyamamaza kuri ubu buryo: ntituvugira gushimisha abantu, ahubwo gushimisha Imana, Yo igenzura imitima yacu.

5Ntitwigeze na rimwe tubabwira amagambo yo kubaryoshya, ibyo murabizi; nta n'ubwo twigeze dushaka kubungukiraho, Imana irabibere umuhamya;

6nta na rimwe twigeze duharanira icyubahiro mu bantu, haba muri mwe cyangwa se mu bandi,

7n'ubwo twashoboraga kwitwaza ko turi intumwa za Kristu, tukabagora. Ahubwo twicishije bugufi cyane hagati yanyu, mbese nk'uko umubyeyi ashyashyanira abana be.

8Bityo, kubera ubwuzu twari tubafitiye, uretse kubagezaho Inkuru Nziza y'Imana, twari twiteguye no guhara amagara yacu, bitewe n'urukundo twabakundaga.

9Muribuka, bavandimwe, imvune n'imiruho yacu: igihe twabamenyeshaga Inkuru Nziza y'Imana: ntitwaburaga gukora ijoro n'amanywa kugira ngo hatagira n'umwe muri mwe tugora.

10Yemwe, uko twifashe hagati yanyu, tubabera intungane, intabera n'indahinyuka, mwebwe abemera mushobora kubihamya, ndetse n'Imana ubwayo.

11Kandi muzi uko twahuguraga buri muntu, nk'umubyeyi mu bana be,

12tubashishikaza, tubatera inkunga, kandi tubingingira gutunganira Imana Yo ibahamagarira ingoma yayo n'ikuzo ryayo.

## Ukwemera n'ukwihangana by'Abanyatesaloniki

13Ngicyo igituma tudahwema gushimira Imana, kuko mwakiriye ijambo ryayo twabigishije nk'uko riri by'ukuri. Koko ntimwaryakiriye nk'ijambo ry'abantu, ahubwo nk'ijambo ry'Imana rigaragariza akamaro karyo muri mwebwe abemera.

14Koko rero, bavandimwe, mwiganye Kiliziya z'Imana zo muri Yudeya, zibumbiye muri Kristu Yezu; kuko namwe mwaboneye amagorwa kuri bene wanyu nk'uko na bo bayaboneye ku Bayahudi.

15Uko bishe Nyagasani Yezu n'abahanuzi, ni ko badutoteje natwe. Nta bwo bashimisha Imana, kandi babangamiye abantu bose.

16Batubuza kwigisha abanyamahanga ngo bakizwe, bakagumya kugwiza batyo ibyaha byabo. Amaherezo ariko, uburakari bw'Imana bwarabagwiriye.

## Pawulo yifuza gusubira i Tesaloniki

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

17Naho twebwe, bavandimwe, tumaze igihe gito dutandukanye, ariko kure y'amaso si ho kure y'umutima; byatumye twihatira kongera kubabona, kuko twari tubakumbuye cyane.

18Ni yo mpamvu twashatse kuza iwanyu, — jyewe ubwanjye Pawulo nabigambiriye kenshi — ariko Sekibi aratuzitira.

19Usibye mwebwe, ugira ngo hari ahandi twakura amizero, n'ibyishimo, n'ishema rizatubera ikamba imbere y'Umwami wacu Yezu igihe azazira?

20Koko ni mwe shema n'ibyishimo byacu.

## Abanyatesaloniki, iya 1 3

1Aho rero tunaniriwe kwihangana, twahisemo gusigara twenyine Atene,

2nuko twohereza Timote, umuvandimwe wacu akaba n'umufasha w'Imana mu byo kwamamaza Inkuru Nziza ya Kristu. Twamushinze kubakomeza no kubatera umwete mu kwemera kwanyu,

3kugira ngo hatagira uhungabanywa n'aya makuba turimo, kuko musanzwe muzi ko ari yo twagenewe.

4Igihe twari iwanyu, twababuriye hakiri kare ko tuzahura n'amagorwa, kandi muzi ko ari ko byagenze.

5Ni cyo gituma aho naniriwe kwihangana, nabohererje intumwa kugira ngo menyeshwe iby'ukwemera kwanyu, hato Umushukanyi ataba yarabashutse, maze ibyo twakoze bikaba imfabusa.

6None ubu Timote atugezeho avuye iwanyu, atuzanira amakuru meza yerekeye ukwemera n'urukundo byanyu; yanatubwiye ko muhora mutwibuka, mukifuza kutubona nk'uko natwe tubyifuza.

7Bityo rero, bavandimwe, ukwemera kwanyu kwatumaze agahinda mu mpagarara no mu magorwa yacu yose.

8Ubu turumva tuguwe neza, ubwo mugikomeye muri Nyagasani.

9Mbese twashimira Imana dute kubera ibyishimo byose mudutera imbere yayo?

10Ijoro n'amanywa, dusaba Imana, tukayinginga dukomeje, ngo iduhe kwongera kubonana, maze tubongerere ibyo mukibuze mu kwemera kwanyu.

11Imana Data ubwayo, hamwe n'Umwami wacu Yezu, nibadutegurire urugendo ruzatugeza iwanyu.

12Namwe kandi, Nyagasani arabongeremo kandi yuzuze urukundo mufitanye, n'urwo mufitiye abantu bose, nk'uko natwe tubakunda.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Nyagasani nakomeze imitima yanyu, igume mu butungane budahinyuka imbere y'Imana Umubyeyi wacu, kugeza igihe Umwami wacu Yezu azaza ashagawe n'abatagatifu be bose.

## Abanyatesaloniki, iya 1 4

### Imigenzo myiza ishimisha Imana

1Ikindi kandi, bavandimwe, turabasaba tubinginga muri Nyagasani Yezu ngo mwifate ku buryo bushimisha Imana, nk'uko twabibigishije; ni ko musanzwe mubigenza, ariko noneho nimurusheho.

2Muzi kandi amategeko twabahaye muri Nyagasani Yezu ayo ari yo.

3Dore icyo Imana ibashakaho: ni uko mwaba intungane, mukirinda ubusambanyi.

4Ahubwo buri wese muri mwe amenyere kwifata, agumane ubumanzi n'ubwiyubahe,

5yange gutwarwa n'irari nk'abanyamahanga batazi Imana.

6Kandi ntihakagire ucumura ku uwo bava inda imwe, cyangwa ngo amurenganye muri ibyo, kuko Nyagasani azahana abagenza batyo, nk'uko twabibabwiye, tubihanangiriza.

7Koko rero, Imana ntiyaduhamagariye kwandavura, ahubwo yaduhamagariye kuba intungane.

8Ni na yo mpamvu usuzugura aya mategeko, atari umuntu aba asuzuguye, ahubwo aba asuzuguye Imana yabashyizemo Roho Mutagatifu wayo.

9Ibyerekeye urukundo rwa kivandimwe, si ngombwa ko tubibandikira, kuko Imana ubwayo yabiyigishirije gukundana,

10kandi ni na ko mubikorera abavandimwe bose bo muri Masedoniya yose. Bavandimwe, turabasaba gukomeza kujya mbere;

11nimwihatire gutuza, mwibande ku bibareba, kandi mukoreshe amaboko yanyu, nk'uko twabibategetse.

12Bityo muzihesha agaciro muri rubanda, kandi nta we muzakenera.

### Izuka ry'abapfuye

13Bavandimwe, nta bwo dushaka ko muguma mu bujiji ku byerekeye abapfuye, kugira ngo mudaheranwa n'ishavu, nk'abandi batagira icyo bizera.

14Nk'uko twemera ko Yezu yapfuye kandi yazutse, ni na ko abapfuye bamwizera, Imana izabazura maze ikabashyira hamwe na We.

15Dore icyo tubabwira giturutse ku ijambo rya Nyagasani: twebwe abazima, abazaba bakiriho ku munsi w'amaza ya Nyagasani, nta bwo tuzabanziriza na gato abapfuye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16Koko rero, ku kimenyetso gitanzwe n'umumalayika mukuru mu ijwi riranguruye, no ku mworomo w'impanda y'Imana, Nyagasani ubwe azamanuka mu ijuru. Nuko abapfuye bizera Kristu babanze bazuke,

17hanyuma twebwe abazima, abazaba basigaye, duhite twererezwa hamwe na bo mu bicu, kugira ngo dusanganire Nyagasani mu kirere, bityo tuzabane na Nyagasani iteka ryose.

18Murajye rero muhumurizanya muri bene ayo magambo.

## Abanyatesaloniki, iya 1 5

### Mube maso mutegereje amaza ya Nyagasani

1Naho ku byerekeye igihe n'amagingo ibyo bizabera, bavandimwe, ntimukeneye ko tubibandikira.

2Ubwanyu muzi neza ko Umunsi wa Nyagasani uza nk'umujura wa nijoro.

3Igihe rero bazaba bavuga ngo 'Mbega amahoro n'umutekano!» ni bwo icyorezo kizabatungura, nk'uko ibise bitungura umugore utwite, kandi nta mahungiro.

4Ariko mwebwe, bavandimwe, ntimukiri mu mwijima ku buryo uwo munsi wabatungura nk'umujura;

5mwese muri abana b'urumuri n'ab'amanywa; ntituri ab'ijoro n'ab'umwijima.

6None rero, ntitugasinzire nk'abandi, ahubwo tube maso kandi twirinde gutwarwa n'irari.

7Abashaka gusinzira, nijoro ni ho basinzira; n'abasinda, nijoro ni ho basinda;

8naho twebwe, ubwo turi ab'amanywa, tujye twiramira, kandi twambare intwaro z'Imana, ukwemera n'urukundo bibe ikoti ry'intamenwa, amizero y'uko tuzakizwa abe nk'ingofero y'icyuma.

9Erega Imana ntiyatugeneye kurimburwa n'uburakari bwayo, ahubwo yatugeneye kuronka umukiro dukesha Umwami Yezu Kristu

10wadupfiriye kugira ngo, twaba bazima cyangwa twaba twarapfuye, duhore *twunze ubumwe na we.*

11Kubera iyo mpamvu, nimujye muhumurizanya kandi muterane inkunga nk'uko musanzwe mubigenza.

### Andi mabwiriza

12Turabasaba kandi, bavandimwe, ngo mumenye abanyu babaruhira, bakaba bashinzwe kubayobora muri Nyagasani no kubagira inama;

13mujye mububahana urukundo rwinshi, kubera ibyo babakorera. Namwe ubwanyu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mubane mu mahoro.

14Turabinginga, bavandimwe, ngo muhane inkorabusa, mukomeze umutima abacika intege, mushyigikire abatishoboye, bose mubihanganire.

15Mumenye ntihakagire uwitura undi inabi, ahubwo muharanire iteka kugiririrana ineza, ndetse muyigirire bose.

16Mujye muhora mwishimye,

17musenge ubudahwema,

18mushimire Imana muri byose, kuko ari byo ibashakaho muri Yezu Kristu.

19Muramenye ntimuzimye Roho w'Imana,

20ntimugahinyure ibyahanuwe;

21ahubwo mujye mugenzura byose, ibyiza mubigumane,

22naho ikibi cyose mucyirinde.

### Gusezera

23Imana y'amahoro ubwayo nibatagatifuze binonosoye, kugira ngo izasange muri indahemuka mwese nta makemwa mufite ku mutima no ku mubiri, ku munsi Umwami wacu Yezu Kristu azaziraho.

24Ubahamagara ni indahemuka; azakora n'ibyo ngibyo.

25Bavandimwe, natwe mudusabire.

26Muramukanye n'abavandimwe bose mu muhoberano mutagatifu.

27Mbasabye nkomeje ku bwa Nyagasani, gusomera abavandimwe bose iyi baruwa.

28Muhorane iteka ineza y'Umwami wacu Yezu Kristu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Abanyatesaloniki, iya 2

## Abanyatesaloniki, iya 2 1

### Indamutso

1 Jyewe Pawulo, na Silivani, na Timote kuri Kiliziya y'Abanyatesaloniki, yibumbiye ku Mana Data no kuri Nyagasani Yezu Kristu:

2 tubifurije ineza n'amahoro biva ku Mana Data no kuri Nyagasani Yezu Kristu.

### Ibitotezo ntibikabatere guhungabana mu kwemera

3 Bavandimwe, tugomba guhora dushimira Imana kubera mwebwe. Ibyo birakwiye, kuko ukwemera kwanyu kugenda kwiyongera, n'urukundo mufitanye rukabasenderamo uko mungana,

4 bigatuma natwe muduhesha ishema muri Kiliziya z'Imana, kubera ubudacogora n'ukwemera bibaranga muri ibyo bitotezo n'amagorwa yose mwihanganira.

5 Ibyo birerekana urubanza Imana izaca mu butabera, kuko nimumara kubabara ku mpamvu y'Ingoma y'Imana, nta washidikanya ko izasanga mukwiye kuyinjizwamo.

### Ibihano n'ibihembo biteganijwe

6 Koko rero, biratunganye ko Imana isubiza amagorwa ku bayateye,

7 naho mwebwe abagowe, ikabaha kuruhukana natwe, igihe cy'ukwigaragaza kwa Nyagasani Yezu, uzava mu ijuru ashagawe n'abamalayika be mu bubasha bwinshi,

8 kandi ari hagati y'umuriro ugurumana, kugira ngo ahane abatazi Imana bakanga kumvira Inkuru Nziza y'Umwami wacu Yezu Kristu

9 Abo ngabo bazabona igihano kizahoraho, bacirirwe kure y'uruhanga rwa Nyagasani Nyir'ikuzo,

10 kuri wa munsi azaza kugira ngo aherwe ikuzo mu batagatifu be, kandi ashimagirizwe mu bazaba baramwemeye bose: mwebweho rero, muri mu bemeye ubuhamya bwacu.

11 Ni yo mpamvu ituma tubasabira iteka, kugira ngo Imana yacu ibahe gutunganya ibyo yabatoreye, kandi ngo ku bubasha bwayo, ibahe gukora ibyiza byose mwiyemeje, mugire n'ukwemera kwigaragaza mu bikorwa.

12 Bityo, izina rya Nyagasani Yezu rizakurizwe muri mwe, namwe muri We, mubikesha ubuntu bw'Imana yacu n'ubwa Nyagasani Yezu Kristu.

## Abanyatesaloniki, iya 2 2

### Amaza ya Nyagasani n'ibizayabanziriza

1 Bavandimwe, ku byerekeye amaza y'Umwami wacu Yezu Kristu no ku byerekeye


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

uko tuzakoranira iruhande rwe, hari icyo twabasaba:

2muramenye ntimugahagarike imitima vuba, ngo muce igikuba mubitewe na bamwe biha kubemeza ko umunsi wa Nyagasani waba wageze, bitwaje ubuhanuzi batugerekaho, n'andi magambo tutigeze tuvuga, cyangwa se amabaruwa ngo twaba twaranditse.

3Rwose ntihazagire ubabeshya na busa, kuko ibyo bitazaba hatabanje kuza igihe cy'ubuhakanyi, kandi hatabanje kwigaragaza Umuntu w'Umugomeramana, Umwana woramye,

4wa Mwanzi uzishyira hejuru y'icyitwa Imana cyose, no hejuru y'ibindi byose bikwiye gusengwa, akageza n'aho ubwe yicara mu Ngoro y'Imana, maze agatangaza ko ubwe ari Imana.

5Mbese ntimwibuka ko tukiri kumwe najyaga mbibabwira?

6Muzi kandi ikimuzitiye ubu ngubu, ku buryo atakwigaragaza igihe cye kitaragera.

7Ni koko, Ubugomeramana bw'urujijo bwatangiye guca ibintu mu cyayenge; igisigaye gusa ni ukwigizayo ubuzitiye ubu ngubu.

8Uwo nguwo rero namara kwigizwayo, ni bwo Umugomeramana azigaragaza, maze Nyagasani Yezu amwicishe umwuka umuva mu kanwa, amurimbuze ububengerane buranga amaza ye.

9Naho amaza y'Umugomeramana yo azarangwa n'imigirire ikomoka kuri Sekibi, agaragarire mu bushobozi buhambaye, no mu bimenyetso n'ibitangaza by'ibinyoma biteye kwinshi,

10kimwe no mu bishuko byose by'ubugizi bwa nabi, bizitabirwa n'abagenewe korama bazize ko batakunze ukuri kugenewe kubarokora.

11Ni yo mpamvu Imana ibareka bagaterwa n'ubuyobe bubarindagiza, bakemera ibinyoma,

12kugira ngo abazaba baranze kwemera ukuri, ahubwo bagahimbazwa n'ubugiranabi, bose bazacirwe urubanza.

### Gukomera mu kwemera

13Twebweho rero, tugomba guhora dushimira Imana kubera mwebwe, bavandimwe mukunzwe na Nyagasani, kuko Imana yabatoye kuva mu ntangiriro, kugira ngo murokorwe mubikesha Roho ubatagatifuza, mubikesha kandi no kwemera ukuri.

14Ngicyo icyo yabatoreye, ibigirishije Inkuru Nziza twamamaza, kugira ngo muronke ikuzo ry'Umwami wacu Yezu Kristu.

15None rero, bavandimwe, nimukomere kandi mukomeze ubutagerura inyigisho z'uruhererekane twabagejejeho, ari mu magambo, ari no mu nyandiko.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

16Umwami wacu Yezu Kristu ubwe, hamwe n'Imana Umubyeyi wacu wadukunze, maze ku neza ye akaduha kwizera ihumure ritazashira,

17bo nyine nibabahumurize kandi babahe gukomera mu byiza byose mukora cyangwa muvuga.

## Abanyatesaloniki, iya 2 3

### Impamvu yo gushishikarira gusenga

1Ahasigaye, bavandimwe, mudusabire kugira ngo ijambo rya Nyagasani rikomeze gukwira hose, ryamamare nk'uko bimeze iwanyu.

2Musabe kandi kugira ngo turokoke abantu b'abagome n'abagiranabi: koko rero kwemera si ibya bose.

3Nyagasani ni indahemuka: azabakomeza, abarinde Nyakibi.

4Kandi ku bwa Nyagasani ntidushidikanya ko ibyo tubategeka, mubikora mukazanabikomeza.

5Nyagasani nayobore imitima yanyu, ayitoze gukunda Imana no kwiyumanganya nka Kristu.

### Buri wese agomba gukora

6Bavandimwe, mu izina rya Nyagasani Yezu Kristu, tubategetse kwirinda umuvandimwe wese w'inyandagazi, udakurikiza inyigisho n'umuco mudukomoraho.

7Muzi neza ukuntu mugomba kudukurikiza: nta bwo twigeze tuba inkorabusa iwanyu,

8nta n'umwe twigeze dusaba umugati wadutunze; ahubwo ijoro n'amanywa, mu mvune n'imiruho, twarikoreraga ubwacu, kugira ngo hatagira n'umwe muri mwe tugora.

9Si ukuvuga ko tutari tubifitiye uburenganzira, ahubwo twashakaga kubabera urugero mukurikiza.

10Igihe twari iwanyu, twabahaye uyu mugambi, tuti «Niba hari udashaka gukora, ajye areka no kurya!»

11None dusigaye twumva ko muri mwe harimo abandaraye, ntibagire icyo bakora, ahubwo bakivanga muri byose.

12Abameze batyo tubategetse kandi tubasabye ibi ngibi; muri Nyagasani Yezu Kristu: nibajye bakora mu ituze, batungwe n'umugati baruhiye ubwabo.

13Namwe, bavandimwe, ntimukadohoke mu gukora neza.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14Niba kandi hari utumvira ibyo tuvuze muri iyi baruwa, muramumenye,
mumugendere kure, kugira ngo akorwe n'isoni.

15Icyakora ntimukamufate nk'umwanzi, ahubwo mumugire inama bya kivandimwe.

### Gusezera

16Nyagasani Nyir'amahoro ubwe nabagwirize amahoro, aho muri hose n'igihe cyose.
Nyagasani abane namwe mwese.

17Iyi ndamutso, ni jyewe ubwanjye Pawulo uyiyandikiye. Kandi mu mabaruwa
yanjye yose ni cyo kizabemeza ko ari jyewe: ni uko nandika!

18Muhorane iteka ineza y'Umwami wacu Yezu Kristu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Timote, iya 1 1

### Indamutso

1Jyewe Pawulo, intumwa ya Yezu Kristu, uko Imana Umukiza wacu na Kristu Yezu
amizero yacu babishatse,

2kuri Timote, umwana wanjye nyakuri nabyaye mu kwemera: nkwifurije ineza,
impuhwe n'amahoro biva ku Mana Data no kuri Kristu Yezu Umwami wacu.

### Kwirinda abigishabinyoma

3Igihe nendaga kujya i Masedoniya, nagusabye kuguma Efezi, kugira ngo ubuze
bamwe gukwiza inyigisho z'intarurano,

4no kwibanda ku migani y'amahomvu hamwe n'ibisokuruza by'urudaca , bigamije
gusa gukurura impaka zidashobotse, aho gushyigikira umugambi w'Imana ushingiye
ku kwemera.

5Ibyo mbivugiye guteza imbere urukundo rukomoka ku mutima usukuye, ku
mutimanama ukeye no ku kwemera kutaryarya.

6Kubera ko bamwe bataye uwo murongo, byatumye barorongotana mu magambo
atagira shinge na rugero.

7Bibwira ko ari abahanga mu by'Amategeko, kandi baba batazi n'icyo bavuga
cyangwa barwanira ishyaka.

### Amategeko abereyeho iki?

8Koko, birazwi, Amategeko ni meza, apfa gusa gukoreshwa mu rugero rukwiye,

9umuntu akamenya ko Itegeko ritabereyeho intungane, ahubwo ko ryashyiriweho
abantu b'ibigande n'ibyigomeke, abananira Imana n'abanyabyaha, inkorashyano
n'inkozi z'ibibi, abica ba se cyangwa ba nyina, n'abandi bicanyi,

10ibyomanzi, abiyandarika, abacuruza abantu, ababeshyi n'abarahirabinyoma,
n'abandi bose bakora ibitambamiye inyigisho zitunganye,

11za zindi zihuje n'Inkuru Nziza naragijwe n'Imana, Yo Nyir'ikuzo n'ihirwe.

### Pawulo ashimira Kristu

12Ndashimira cyane Kristu Yezu Umwami wacu wampaye imbaraga, kuko yasanze
nkwiye kwizerwa, maze akantorera kumukorera,

13jyewe wahoze ndi umuntu utuka Imana, ngatoteza abayo, nkaba umunyarugomo.
Ariko nagiriwe imbabazi, kuko ibyo nakoraga nabiterwaga n'ubujiji, ntaragira
ukwemera.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14 None ingabire y'Umwami wacu yambayemo igisagirane, nsenderezwa ukwemera n'urukundo ruri muri Kristu Yezu.

15 Dore ijambo rigomba kwizerwa, kandi rikwiye kwakiranwa ubwuzu na bose: ni uko Kristu Yezu yaje ku isi kugira ngo akize abanyabyaha, muri bo jye nkaba uwa mbere.

16 Kandi kuba naragiriwe imbabazi, ni ukugira ngo Kristu Yezu ahere kuri jye, maze yerekane ubuntu bwe bwose, bityo angire urugero rw'abagomba kuzamwemera bose bizeye ubugingo bw'iteka.

17 Umwami w'ibihe byose, ari na We Mana imwe rukumbi, ihoraho kandi itagaragara, naharirwe icyubahiro n'ikuzo, uko ibihe bigenda bisimburana iteka. Amen.

### Pawulo ashishikariza Timote kurwana intambara y'ukuri

18 Timote, mwana wanjye, ngiyo inyigisho nkuragije, ikaba ihuje n'ubuhanuzi bukwerekeye bakuvugiyeho kera, kugira ngo numara kubucengeramo, ubashe kurwana intambara ikwiye,

19 ufite ukwemera n'umutimanama mwiza. Hari ababiretse, maze ukwemera kwabo kurayoyoka.

20 Abo ni nka ba Himene na Alegisanderi nashumurije Sekibi, kugira ngo bamenyereho kutazongera gutuka Imana ukundi.

## Timote, iya 1 2

### Gusabira abantu bose

1 Ndasaba rero nkomeje ko mbere ya byose mwakwambaza Imana, mukavuga amasengesho, mugatakamba kandi mugashimira Imana, mubigirira abantu bose.

2 Dukwiye gusabira abami n'abandi bategetsi bose, kugira ngo tubone kubaho mu ituze n'amahoro, turangwa n'ubusabane ku Mana kandi dutunganiwe.

3 Ngicyo ikintu gikwiye kandi kinogeye Imana Umukiza wacu,

4 Yo ishaka ko abantu bose bakira kandi bakamenya ukuri.

5 Koko rero, Imana ni imwe rukumbi, n'umuhuza w'abantu n'Imana akaba umwe: ni Kristu Yezu, umuntu nyirizina,

6 witanze ngo abe incungu ya bose. Ngicyo icyemezo cy'ugukizwa kwacu cyatanzwe igihe cyabigenewe kigeze,

7 kandi nanjye ubwanjye nkaba naratorewe kuba intumwa yo kubyamamaza no kubyogeza. Ndavuga ukuri simbeshya, ndi umwarimu w'amahanga mu byerekeye ukwemera n'ukuri.

### Imyifatire ibereye abagabo n'abagore mu makoraniro

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8None rero ndashaka ko abagabo bajya basenga, aho bari hose, bakerekeza ku ijuru ibiganza bizira inenge, nta mwaga cyangwa intonganya.

9Abagore na bo bagomba kugira imyifatire ikwiriye bakarimbana ubwiyoroshye, nta kurata ubukire, nta kuboha imisatsi, nta mitako ya zahabu, nta masaro cyangwa imyambaro y'igiciro,

10ahubwo bakihunda ibikorwa byiza, bya bindi bibereye abagore biyemeje kuyoboka Imana.

11Igihe hari inyigisho itangwa, umugore agomba guceceka, agacisha make rwose.

12Sinemereye umugore kwigisha cyangwa guha itegeko umugabo: najye ahama hamwe, aceceke.

13Koko rero, Adamu ni we waremwe bwa mbere, hanyuma hakurikiraho Eva.

14Kandi Adamu si we wemeye gushukwa, ahubwo umugore ni we wemeye gushukwa, maze aracumura.

15Nyamara ariko azakizwa no kuba umubyeyi, apfa gusa guhorana ubwiyoroshye kandi akaba indacogora mu kwemera, mu rukundo no mu butungane.

## Timote, iya 1 3

### Uko umwepiskopi agomba kumera

1Dore ijambo rigomba kwizerwa: ni uko umuntu wumva ashaka kuba umwepiskopi, aba yifuje gushingwa umurimo mwiza cyane.

2Ariko rero, umwepiskopi agomba kuba ari umuntu w'inyangamugayo, washyingiwe rimwe risa, ntagire inda nini, agacisha make, akagira ubupfura, akamenya kwakira neza abamugana, kandi akaba ashoboye ibyo kwigisha,

3ntabe umunywi cyangwa umunyamahane, ahubwo agahorana ineza, akazira gushotorana kandi ntabe umunyabugugu.

4Akamenya kugenga urugo rwe no gutoza abana be kumvira; ibyo byose bigakorwa mu bwiyubahe.

5None se koko umuntu utazi gutegeka urugo rwe bwite, yashobora ate kwita kuri Kiliziya y'Imana?

6Byongeye, ntazabe ari umuntu ugarukiye Imana mu bya vuba, hato atazatwarwa n'ubwirasi, bigatuma acirwa urwa Sekibi.

7Ubundi kandi, rubanda rwo hanze rugomba kuba rumuvuga neza kugira ngo atava aho yamaganwa, cyangwa akongera kugwa mu mitego ya Sekibi.

### Uko abadiyakoni bagomba kumera

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8Abadiyakoni na bo, bagomba kuba ari abantu b'inyangamugayo, bazira uburyarya, ntibarenze urugero mu kunywa inzoga, cyangwa ngo bararikire inyungu zidaciye mu mucyo.

9Bagomba kandi gukomera ku iyobera ry'ukwemera, barangwa n'umutimanama ukeye.

10Na bo kandi, bazabanze babagerageze, hanyuma nibasanga ari indakemwa, bazabone kubashinga umurimo w'ubudiyakoni.

11N'abagore ni uko: bagomba kuba ari inyangamugayo, ntibabe abanyamazimwe, ntibagire inda nini, kandi bakaba indahemuka muri byose.

12Abadiyakoni bagomba kuba barashyingiwe rimwe risa, bakanamenya gutegeka neza abana babo n'ingo zabo bwite.

13Koko rero, abatunganya neza imirimo bashinzwe, bibahesha umwanya w'icyubahiro, bakanabikesha gushira amanga mu kwemera bafitiye Kristu Yezu.

### Iyobera ry'ubusabaniramana

14Ibyo mbikwandikiye nizera ko nzaza vuba nkagusanga.

15Nyamara ariko ndamutse ntinze, ni ngombwa ko umenya uko wifata mu nzu y'Imana: ndashaka kuvuga Kiliziya y'Imana nzima, yo nkingi ishyigikiye ukuri.

16Rwose, nta watinya kubivuga, iyobera ry'ubusabaniramana rirakomeye: Kristu yigaragarije muri kameremuntu, aba intungane ku bwa Roho, arangamirwa n'abamalayika, yamamazwa mu banyamahanga, yemerwa ku isi hose, ajyanwa mu ikuzo.

## Timote, iya 1 4

### Kwitondera abigishabinyoma

1Roho Mutagatifu abivuga yeruye ko mu minsi y'imperuka, bamwe bazihakana ukwemera, bishinge ababashukisha ibinyoma, maze batwarwe n'inyigisho zikomoka kuri Sekibi,

2bahendwe ubwenge n'abanyabinyoma buje uburyarya kandi basabitswe n'iyo ngeso ku mutima.

3Abo bantu babuza abandi gushyingirwa cyangwa kurya ibiribwa bimwe, nyamara Imana ari yo yabiremye kugira ngo abayoboke bayo n'abandi bazi ukuri, bajye babirya bayishimira.

4Koko rero, ikintu cyose Imana yaremye ni cyiza, nta kiribwa gikwiye kuba umuziro niba cyakiranywe umutima ushimira:

5ijambo ry'Imana n'isengesho biragitagatifuza.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

6 Ibyo byose nubisobanurira abavandimwe, uzaba ubereye Kristu Yezu umugaragu mwiza, utunzwe n'amagambo y'ukwemera n'inyigisho ziboneye witabiranye ubudahemuka.

7 Naho imigani y'amanjwe hamwe n'uburondogozi bw'abakecuru, urabigendere kure. Ahubwo itoze gusabanira Imana.

### Imana, umukiza w'abantu bose

8 Koko ni byo: imyitozo y'umubiri ifite akamaro gake, naho gusabanira Imana bimaze byose, kuko ari byo birimo amasezerano y'ubugingo, ari ubwo turimo ubu, ari n'ubuzaza.

9 Iryo jambo rigomba kwizerwa kandi rikwiye kwakiranwa ubwuzu na bose.

10 Koko rero, niba tugoka ndetse tugaharana, ni uko twiringiye Imana nzima, yo Mukiza w'abantu bose, cyane cyane abayemera.

11 Ngibyo ibyo ugomba kwibandaho mu mabwiriza n'inyigisho utanga.

### Urabere abayoboke urugero

12 Ntihazagire ugusuzugurira ko ukiri muto. Ahubwo uzabere abayoboke urugero, ari mu magambo, ari mu migenzereze, mu rukundo, mu kwemera, no mu budakemwa.

13 Mu gihe ugitegereje ko nza, ihatire gusoma Ibyanditswe bitagatifu, ushishikarize abandi kugenza neza kandi utange inyigisho.

14 Ntuzarangarane ingabire y'Imana ikurimo, ya yindi wahawe igihe ugaragaweho n'ubuhanuzi, maze urugaga rw'abakuru b'umuryango rukakuramburiraho ibiganza.

15 Ibyo ngibyo bishyireho umutima, ubyibandeho rwose, maze uko ujya mbere bigende bigaragara mu maso ya bose.

16 Ihugukire ubwawe, uhugukire n'umurimo wawe wo kwigisha; ube indatezuka kuri izo nama nkugiriye. Nugenza utyo, uzikiza wowe ubwawe, ukize n'abandi bose bagutega amatwi.

## Timote, iya 1 5

### Ingeri zinyuranye z'abayoboke

1 Ntukabwire nabi umuntu usheshe akanguhe, ahubwo ujye umuhugura nk'umubyeyi. Abasore, ujye ubafata nka bene so;

2 abakecuru ujye ubagenzereza nk'ababyeyi bawe; inkumi na zo, uzifate nka bashiki bawe; byose kandi ubikorane umutima ukeye.

### Amabwiriza yerekeye abapfakazi

3 Uzajye wubaha abapfakazi; ndavuga ariko abari bo by'ukuri.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Niba rero umupfakazi afite abana cyangwa abuzukuru, mbere na mbere ni ngombwa kubigisha kwita ku muryango wabo bwite, no kwitura ababyeyi babo ibyiza babagiriye. Ibyo ni byo rwose bishimisha Imana.

5Naho umupfakazi nyakujya, wa wundi wasigaye wenyine, we yishyira mu maboko y'Imana, akibanda ku byo gusenga no kuzirikana iby'Imana ijoro n'umunsi.

6Naho rero uwikurikiraniye iby'amaraha, we abarirwa mu bapfuye n'ubwo aba agihagaze.

7Ibyo na byo ujye ubyibutsa kugira ngo abapfakazi babe indakemwa.

8Niba umuntu atita kuri bene wabo, cyane cyane ku bo babana mu rugo, uwo aba yarihakanye ukwemera; arutwa n'utemera na gato.

9Umugore ushobora kwandikwa mu rugaga rw'abapfakazi ni uzaba agejeje nibura ku myaka mirongo itandatu, kandi akaba yarashyingiwe rimwe risa.

10Agomba kuba azwiho ibikorwa byiza: nko kuba yarareze abana be neza, agacumbikira abagenzi, akoza ibirenge by'abatagatifujwe, agatabara imbabare, mbese agashishikarira ibikorwa byose by'ubugiraneza.

11Abapfakazi bakiri bato, bo uzabihorere; iyo ibyifuzo bidakwiranye na Kristu bibatashyemo, bumva bashaka gushyingirwa na none,

12bityo bakikururira umugayo, kuko baba batatiye amasezerano yabo ya mbere.

13Nuko rero, kubera ko baba ari imburamukoro, bagakurizaho kuzerera mu mihana; usibye no kuba imburamukoro gusa, baba bagiye kurondogora no kwivanga mu bitabareba, no kurocangwa.

14Ndashaka rero ko abapfakazi bakiri bato bakongera gushyingirwa, bakabyara abana, bakagenga ingo zabo, bityo ntibahe umwanzi urwaho ngo abambike urubwa.

15Ni koko, hari bamwe muri bo barohamye bakurikiye Sekibi.

16Niba hari umukristukazi ufite benewabo b'abapfakazi, najye abitaho, kugira ngo bitaba ngombwa ko Kiliziya ibishingira, ahubwo ishobore kurwana ku bari abapfakazi by'ukuri.

### Amabwiriza yerekeye abakuru b'ikoraniro

17Abakuru b'ikoraniro bariyobora neza, bakwiye kubyubahirwa kabiri, cyane cyane abagokera ku murimo wo kwamamaza ijambo ry'Imana no kurisobanura.

18Koko rero Ibyanditswe biravuga, ngo «Ntuzahambire umunwa w'ikimasa kivungagura ingano », kandi ngo «Umukozi akwiye igihembo cye.».

19Ntuzakire ikirego gishinja umukuru w'ikoraniro nta gihamya cy'abagabo babiri cyangwa batatu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[20]Abakoze icyaha, urajye ubihanangiriza ubigiriye mu ruhame rwa bose, kugira ngo n'abandi bagire ubwoba.

[21]Mbigusabiye imbere y'Imana, n'imbere ya Kristu n'abamalayika b'intore, urakurikize aya mategeko nta ho ubogamiye, ntuzagire icyo ukora ugambiriye kugira uwo ubera.

[22]Ntuzagire ubwira bwo kuramburira ibiganza ku muntu ubonetse wese, hato utagira uruhare ku cyaha cy'undi. Nawe kandi ubwawe, urakomeze kuba umuziranenge.

[23]Uzareke kunywa amazi yonyine, ahubwo uzajye unywa na ka divayi gakeya kubera igifu cyawe n'intege nke uhorana.

[24]Hariho abantu ibyaha bihama na mbere y'uko babacira urubanza; ariko hariho n'abo bigaragaraho nyuma.

[25]Ibikorwa byiza na byo ni uko, birigaragaza; ndetse n'ibitari byiza ntibishobora kuguma mu bwihisho.

## Timote, iya 1 6

[1]Abari ku ngoyi y'ubucakara bose bagomba kumva ko ba shebuja bakwiye icyubahiro cyose, kugira ngo Izina ry'Imana n'inyigisho y'ukuri bitazatukwa.

[2]Abafite ba shebuja b'abakristu, baririnde kubasuzugura bitwaje ko ari abavandimwe. Ahubwo bazabakorere neza kurushaho, kuko nyine iyo mirimo iba igenewe abayoboke n'abavandimwe batoneshejwe n'Imana.

### Gusabanira Imana birimo inyungu nyinshi

Ngibyo ibyo ugomba kwigisha no gushishikariza abandi.

[3]Nihagira umuntu wigisha ukundi, ntiyite ku magambo aboneye y'Umwami wacu Yezu Kristu no ku nyigisho itoza gusabanira Imana,

[4]azaba ari umuntu wahumishijwe n'ubwirasi; aba ari injiji irwaye gukurura impaka no guterana amagambo. Aho ni ho hava ishyari, amakimbirane, gutukana, gukekana nabi,

[5]n'impaka z'urudaca ziterwa n'abantu bararutse umutima, batakimenya ukuri, kandi bakibwira ko ubusabaniramana ari uburyo bwo kwishakira inyungu.

[6]Yego nanone gusabanira Imana birimo inyungu nyinshi cyane, ariko ku muntu wishimiye ibyo afite.

[7]Koko rero, nta kintu twazanye kuri iyi si, kandi ni na ko nta cyo dushobora kuzayimukanaho.

[8]Igihe rero dufite ibyo kurya n'icyo kwambara, tujye dushimishwa n'ibyo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Naho abararikiye kurunda ubukire, bagwa mu mutego w'ibishuko no mu byifuzo byinshi by'ubucucu n'ubugiranabi, bya bindi biroha abantu mu butindi no mu cyorezo.

10Ni koko, umuzi w'ibibi byose ni irari ry'imari. Kubera ko bamwe bayohotseho, byatumye bitandukanya n'ukwemera, maze umutima wabo ushengurwa n'imibabaro itabarika.

### Izindi nama zihariye zigenewe Timote

11Naho wowe, muntu w'Imana, ibyo bintu ubihe akato; ahubwo ujye uharanira ubutungane, ubusabaniramana, ukwemera, urukundo, ubwiyumanganye n'ubugwaneza.

12Rwana intambara nyayo y'ukwemera, uronke ubugingo bw'iteka wahamagariwe, nk'uko wabyiyemeje igihe wahamyaga ukwemera kwawe ushize amanga, mu ruhame rwa benshi.

13Mbigutegekeye imbere y'Imana ibeshaho byose, n'imbere ya Kristu Yezu wabaye umuhamya uhebuje w'Imana imbere ya Ponsiyo Pilato:

14wite ku mategeko, ukomeze kuba umuziranenge n'indakemwa kugeza ku munsi w'Ukwigaragaza kw'Umwami wacu Yezu Kristu.

15Koko rero igihe cyagenywe nikigera, azagaragazwa n'Imana Nyir'ihirwe na Mugengabyose umwe rukumbi, Umwami w'abami, n'Umutegetsi w'abategetsi,

16Yo yonyine yihariye ukudapfa, igahora ituye mu rumuri rudahangarwa, ntihagire umuntu n'umwe waba yarayibonye cyangwa ngo ashobore kuzayibona bibaho. Niharirwe icyubahiro n'ububasha ubuziraherezo! Amen.

### Amabwiriza yerekeye abakire

17Abakire bo kuri iyi si, ubasabe ukomeje kutirata no kutiringira ubukungu buyoyoka, ahubwo bizere Imana, yo itugabira byose uko dushaka ngo tubitunge.

18Nibajye bagenza neza, babe abakire ku bikorwa byiza, batange batitangiriye itama, bamenye gusangira n'abandi.

19Bityo, bazaba bizigamiye ubwabo ubukungu nyabwo mu gihe kizaza, bazakesha kuronka ubugingo nyakuri.

### Gusezera

20Timote rero, wite ku byo waragijwe, wirinde abavuga amagambo y'amahomvu n'ubwigomeke ku Mana, bakabyutsa impaka zishingiye ku ngirwabuhanga.

21Kubera ko ari bwo bashyize imbere, byatumye bamwe bitandukanya n'inzira y'ukwemera. Ineza y'Imana ihorane namwe!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Timote, iya 2 1

### Indamutso no gushimira Imana

1Jyewe Pawulo, intumwa ya Kristu Yezu ku bushake bw'Imana, kugira ngo namamaze isezerano ry'ubugingo duherwa muri Kristu Yezu,

2kuri Timote umwana wanjye nkunda cyane: nkwifurije ineza n'imbabazi n'amahoro biva ku Mana Data, no kuri Kristu Yezu Umwami wacu.

3Mpora nshimira Imana nkorera n'umutima ukeye, nk'uko abasokuruza banjye babigenjeje, kandi simpwema kuyambaza ijoro n'amanywa nkuzirikana.

4Iyo nibutse amarira yawe, nifuza cyane kukubona, kugira ngo nezerwe.

5Niyibutsa kandi ukwemera kuri muri wowe ku buryo butihishira, kwa kundi kwabanje kuba muri nyogokuru wawe Loyida, no muri nyoko Ewunika, nkaba ntashidikanya ko kuri no muri wowe ubwawe.

### Pawulo ashishikariza Timote kudacogora mu kwemera

6Ni cyo gituma ngusabye kwivugururamo ingabire Imana yagushyizemo igihe nkuramburiyeho ibiganza.

7Koko rero, Imana ntiyaduhaye umutima wuje ubwoba, ahubwo yaduhaye umutima wuje imbaraga, urukundo no kwitsinda.

8Ntuzagire rero isoni zo kubera umwami wacu umuhamya, cyangwa se ngo ugire isoni kubera jyewe ufunzwe ari We nzira, ahubwo ujye ufatanya nanjye kuruhira Inkuru Nziza, ushyigikiwe n'imbaraga z'Imana,

9Yo yadukijije, ikanaduhamagarira kuba intungane, itabitewe n'ibikorwa byacu, ahubwo ibitewe n'umugambi wayo bwite, kimwe n'ineza yayo, ya yindi twaherewe muri Kristu Yezu mbere y'ibihe byose,

10none ubu ngubu ikaba yarerekaniwe mu Ukwigaragaza k'Umukiza wacu Kristu Yezu watsinze urupfu, maze agatangaza ubugingo n'ukutazapfa abigirishije Inkuru Nziza,

11ari na yo jyewe natorewe ngo mbe umwogeza, intumwa n'umwigisha wayo.

12Ni na yo mpamvu ituma mbabara bene aka kageni ; ariko nta soni binteye; koko rero nzi Uwo nemeye, kandi sinshidikanya ko ashoboye kurinda ibyo yanshinze kugeza kuri wa Munsi w'ukuza kwe.

13Jya wigisha ukurikije amagambo aboneye wanyumvanye, urangwe n'ukwemera n'urukundo ufitiye Kristu Yezu.

14Komeza rero ibyiza waragijwe, Roho Mutagatifu utuye muri twe abigufashemo.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Ubudahemuka bwa Onesifori n'ubw'urugo rwe

15Nk'uko ubizi, abo muri Aziya bose barantaye, barimo Figelo na Herimogeni.

16Nyagasani nagirire impuhwe urugo rwa Onesifori, kuko yanduhuriye kenshi, kandi
ntaterwe isoni n'iminyururu nambaye;

17ahubwo akigera i Roma, yanshakashatse abishyizeho umwete, maze arambona.

18Nyagasani namuhe kuzaronka imbabazi ku Mana kuri wa Munsi. Naho ibyerekeye
akamaro yangiriye nkiri Efezi, nta wakurusha kubimenya.

## Timote, iya 2 2

### Kuba umusirikare wa Kristu

1Wowe rero, mwana wanjye, wikomezemo ingabire ukesha Kristu Yezu.

2Kandi ibyo wanyumvanye mu ruhame rwa benshi, nawe ubihererekanye mu bantu
b'indahemuka, kandi bazashobora na bo kubyigisha abandi.

3Emera ufatanye nanjye imibabaro, nk'uko bikwiriye umusirikare mwiza wa Kristu
Yezu.

4Nta n'umwe mu bajya ku rugamba ukomeza kwizirika ku mirimo yari asanganywe,
ngo abe agishimishije uwamuhuruje.

5Kandi n'urushanwa ku kibuga cy'imikino wese, ntahabwa ikamba atabanje
kurushanwa akurikije amategeko.

6Umuhinzi wagotse ni we ukwiriye kubanza kuganura ku mbuto z'ibyo yahinze.

7Ngira ngo urumva icyo nshaka kuvuga; n'ubundi kandi, Nyagasani ubwe azaguha
kubyumva byose.

### Ibuka Yezu wazutse

8Ujye wibuka Yezu Kristu wazutse mu bapfuye, kandi uvuka mu bwoko bwa Dawudi,
nk'uko Inkuru Nziza namamaza ibihamya.

9Ni na yo mporwa, ngatotezwa, nkabohwa, boshye umugome. Nyamara ariko ijambo
ry'Imana ntiribohwa!

10Ni cyo gituma nihanganira byose mbigirira abo Imana yatoye, kugira ngo na bo
babone umukiro uba muri Kristu Yezu, babone n'ikuzo rizahoraho iteka.

11Dore ijambo rikwiye kwizerwa: Nidupfana na We, tuzabaho hamwe na We;

12nituba intwari hamwe na We, tuzima ingoma hamwe na We; nitumwihakana, na
We azatwihakana;

13nituramuka tubaye abahemu, We azaguma kuba indahemuka, kuko adashobora

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kwivuguruza.

### Kurwanya abigishabinyoma bariho ubu

14Jya wibutsa abandi ibyo ngibyo, kandi urahirire imbere y'Imana ko ari ngombwa kwirinda kujya mu mpaka z'amahomvu, zidafite icyo zimaze, uretse gusa kuyobya abazumva.

15Ihatire guhagarara imbere y'Imana nk'umuntu w'inararibonye, nk'umukozi mwiza udakwiye kugira ipfunwe, nk'umugabuzi udahemuka w'ijambo ry'ukuri.

16Naho amagambo y'amahomvu n'ubwigomeke ku Mana ujye uyagendera kure, kuko bene kuyavuga bazakomeza kurorongotana mu nzira y'ubugomeramana,

17maze ijambo ryabo rigende rimunga byose nk'igisebe cy'umufunzo. Muri bo navuga nka Himene na Fileto,

18baciye ukubiri n'ukuri, bakiha kuvuga ko izuka ryarangije kubaho , bityo bagahubanganya ukwemera kwa benshi.

### Ishingiro ryashyizweho n'Imana

19Nyamara ishingiro rihamye Imana yashyizeho riracyakomeye kandi rizahoraho, rikarangwa n'aya magambo aryanditsweho ngo *«Imana izi abayo »,* kandi ngo *«Abambaza izina ry'Uhoraho bose nibitarure ikibi.»*

20N'ubundi, mu nzu ngari ntihabamo gusa inkongoro zakozwe muri zahabu na feza, ahubwo habamo n'izakozwe mu biti no mu ibumba; zimwe zikagenerwa iby'icyubahiro, naho izindi bakazikoresha imirimo isuzuguritse.

21Umuntu wese rero niyirinda gukora ibibi navuze, azaba nk'inkongoro yubahiritse, yatagatifujwe kandi y'ingirakamaro kuri Nyirayo, mbese ibereye imirimo myiza yose.

### Umugaragu mwiza wa Nyagasani

22Irinde rero imigenzo mibi y'abasore, ahubwo uharanire ubutungane, ukwemera, urukundo, n'amahoro, wunge ubumwe n'abiyambaza Nyagasani barangwa n'umutima ukeye.

23Naho ibibazo n'ubushakashatsi bitagira shinge na rugero, ubyitarure: uzi ko bibyara impaka z'ubusa.

24Umugaragu wa Nyagasani rero ntakwiriye kuba umunyamahane, ahubwo akwiye kuba umugwaneza kuri bose, akamenya kwigisha no kwiyumanganya ibyago.

25Iyo hagize abamugisha impaka, abahugurana imico myiza, kuko aba yizeye ko wenda Imana izabaha kwisubiraho, bakamenya ukuri,

26bakongera gushyira mu gaciro bamaze kwigobotora mu mitego ya Sekibi wari warabagize imfungwa ze, akabakoresha icyo ashaka.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Timote, iya 2 3

### Ibyago byo mu minsi y'imperuka

1Umenye neza kandi ko mu minsi y'imperuka hazaza ibihe by'amakuba.

2Koko hazagwira abantu bikunda ubwabo, n'abafite inyota nyinshi y'ibintu, n'abirasi,
n'abikuza, n'abanyarubwa, n'ibyigomeke ku babyeyi, n'indashima, n'inkorashyano,

3n'abagome, n'abazirampuhwe, n'abanyamazimwe, n'abatihanganira abandi,
n'indakoreka, n'abanzi b'ibyiza,

4n'abagambanyi, n'ibishihanyi, n'abahumwe amaso n'ubwirasi, n'abakunda
ibyishimo by'umubiri aho gukunda Imana,

5n'abiha isura y'ubusabaniramana, ariko mu by'ukuri bahakana ishingiro ryabwo.
N'abo ngabo rero urabirinde.

6Ndetse n'ubu, bene abo babarimo; navuga nk'abacengera mu ngo, bagashuka
abagore b'abapfayongo baheranywe n'ibyaha, bagatwarwa n'ingeso mbi zose,

7maze n'ubwo bahora baharanira kwigishwa, ugasanga badashobora na busa
kumenya ukuri.

8Nk'uko kera Yanesi na Yambure barwanije Musa, ni na ko abo ngabo barwanya
ukuri, kuko ari abantu bafite umutima ucuramye, ntibagire ukwemera guhamye.

9Ariko ntibazashobora kubikomeza, kuko amaherezo ubusazi bwabo buzatahurwa
na bose, nk'uko ubwa bariya bombi bwagaragaye.

10Naho wowe, wakomeje kunkurikira muri byose: mu nyigisho zanjye, mu
migenzereze yanjye, mu migambi yanjye, mu kwemera kwanjye, mu kwihangana
kwanjye, mu rukundo n'ubudacogora byanjye,

11mu bitotezo n'ibyago naboneye Antiyokiya, n'Ikoniyo n'i Lisitiri. Mbega ibitotezo
nabonye! Ariko byose Nyagasani yabinkuyemo.

12Ni koko, abashaka bose kubaho muri Kristu barangwa n'ubuyoboke, ntibazabura
gutotezwa.

13Naho abagiranabi n'abahendanyi, bo ntibazabura kugenda barushaho gukora nabi
ubudahwema bataretse guhenda abandi no guhendwa ubwabo.

14Ariko wowe, gumya kwibanda ku byo wigishijwe kandi wakiriye udashidikanya.
Uzi neza uwo ubikomoraho;

15kandi kuva mu buto bwawe wamenye Ibyanditswe Bitagatifu; ni byo bishobora
kukubera isoko y'ubuhanga bukuganisha ku mukiro ubikesheje kwemera Kristu
Yezu.

16Icyitwa Igitabo gitagatifu cyose cyahumekewemo n'Imana kandi gifite akamaro mu

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

byerekeye kwigisha, no kuvuguruza ubuyobe, gukosora no gutoza umuntu iby'ubutungane;

17bityo umuntu w'Imana wese akabasha kuba igihame kandi akabona intwaro zimufasha gukora icyiza cyose.

## Timote, iya 2 4

### Kwamamaza ijambo ry'Imana

1Nkurahirije imbere y'Imana n'imbere ya Kristu Yezu uzacira imanza abazima n'abapfuye, ku mpamvu y'ukwigaragaza kwe n'Ubwami bwe:

2amamaza ijambo, uryigishe igihe n'imburagihe, wumvishe ingingo, utote, ushishikaze, mu bwihangane butarambirwa, uharanira kujijura.

3Kuko hazaza igihe abantu batazihanganira inyigisho ziboneye, ahubwo bakurikije irari ryabo, n'ubukirigitwa bw'amatwi yabo, bakazikoranyirizaho umukumbi w'abigisha,

4maze ukuri bakakwima amatwi yabo, ngo bahugukire ibitagira shinge.

5Wowe rero urabe maso muri byose, wiyumanganye ibitotezo, ushishikarire kogeza Inkuru Nziza, urangize neza ubutumwa bwawe.

### Pawulo avuga ko urupfu rwe rwegereje

6Naho jyewe, dore maze kumera nk'igitambo giseswa, n'amagingo y'ukwigendera kwanjye aregereje.

7Urugamba rwiza narurwanye inkundura, intera nagombaga kwiruka narayirangije, ukwemera nagukomeyeho.

8None dore ikamba rigenewe intungane rirantegereje, iryo Nyagasani umucamanza utabera azangororera kuri wa Munsi we, ariko atari jyewe jyenyine, ahubwo n'abandi bose bazaba barakunze Ukwigaragaza kwe.

### Amabwiriza y'imperuka

9Banguka uze kundeba bidatinze,

10kuko Demasi yantaye, abitewe no gukunda iyi isi: yigiriye i Tesaloniki; Kirisensi na we yagiye mu Bugalati, Tito ajya muri Dalimatiya,

11Luka ni we wenyine tukiri kumwe. Shaka Mariko, muzazane, kuko amfitiye akamaro cyane mu byo kumfasha;

12Tushiko, namwohereje Efezi.

13Nuza, uzanzanire umwitero wanjye nasize i Torowadi kwa Karupo; uzanzanire n'ibitabo byanjye, cyane cyane iby'impu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14Alegisanderi w'umucuzi yangiriye nabi cyane; Nyagasani azamwitura ibihwanye n'ibikorwa bye.

15Nawe umwirinde, kuko arwanya bikomeye ibyo twigisha.

16Ubwo najyaga mu rukiko bwa mbere kugira ngo niregure, nta n'umwe wanshyigikiye; bose barantereranye. Ntibazabihorwe!

17Naho Nyagasani we yambaye hafi, maze antera imbaraga kugira ngo mbashe kuhamamariza ubutumwa nshize amanga, kandi ngo abanyamahanga bose babwumve. Nuko nkizwa urwasaya rw'intare.

18Nyagasani azansimbukisha ikintu cyose kigamije kungirira nabi, maze ankize anjyana mu Ngoma ye y'ijuru. Naharirwe ikuzo uko ibihe bigenda bisimburana iteka! Amen.

### Gutashya abavandimwe

19Utashye Purisika na Akwila, n'urugo rwa Onesifori.

20Erasito yasigaye i Korinti; naho Tirofimo namusize i Mileto arwaye.

21Wihutire kuza mbere y'itumba. Ewubuli aragutashya, na Pudensi, na Lini, na Kalawudiya, n'abavandimwe bose.

22Nyagasani nabane nawe. Ineza ye nihorane namwe!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Tito

## Tito 1

### Indamutso

1Jyewe Pawulo, umugaragu w'Imana n'intumwa ya Yezu Kristu igenewe kugeza intore z'Imana ku kwemera no ku bumenyi bw'ukuri guhuje n'ubusabaniramana,

2mu bwizere bwo kuzabona ubugingo buhoraho, ubwo Imana itabasha kubeshya yasezeranye mbere y'ibihe bya kera na kare,

3maze amagingo yagennye yagera ikamenyekanya ijambo ryayo ibigirishije iyamamazabutumwa nashinzwe ku bushake bw'Imana Umukiza wacu:

4kuri Tito, umwana wanjye nyakuri nabyaye mu byerekeye ukwemera duhuriyeho, nkwifurije ineza n'amahoro biva ku Mana Data no kuri Kristu Yezu Umukiza wacu.

### Amabwiriza yerekeye abakuru b'ikoraniro

5Nagusize i Kireta ari ukugira ngo utunganye ibyo nasize bituzuye, kandi ngo ushyireho abakuru b'ikoraniro mu migi yose ukurikije amabwiriza naguhaye.

6Buri wese uhawe ubwo bukuru agomba kuba ari indakemwa, yarashyingiwe rimwe risa, afite abana bemera batavugwaho ubwomanzi cyangwa kuba intumvira.

7Koko rero, umwepiskopi, kubera ko ari umugabuzi w'ibintu by'Imana, agomba kuba indakemwa, ntabe umwirasi n'umunyamwaga, ntabe umunywi n'indwanyi, ntabe n'umuntu ukurikiranye inyungu itanyuze mu mucyo,

8ahubwo akamenya kwakira abamugana, agakunda ibiboneye, akitonda, akaba intabera n'umuyoboke ku Mana, akamenya kwitsinda,

9kandi akihatira gutanga inyigisho zitagoragora, zihuje n'idini, kugira ngo abone uko ashishikariza abandi inyigisho ziboneye, n'uko kandi amwaza abamugisha impaka.

### Ibyerekeye abigishabinyoma

10Koko rero hariho benshi b'ibyigomeke, n'abavuga ibitagira shinge, n'abashukanyi, cyane cyane mu bagenywe.

11Abo ngabo ni ngombwa kubaziba akanwa, kuko bahubanganya ingo nyinshi, igihe baba bigisha ibidakwiye kugira ngo bibonere inyungu mbi.

12Umwe muri bo, umuhanuzi wabo bwite, yaravuze ati «Abanyakireta! Ni abanyabinyoma iteka, ni inyamaswa mbi, ni abanyenda mbi b'abanebwe.»

13Icyo cyemezo gihuje n'ukuri. Kubera ibyo rero, ujye ubacyaha cyane, kugira ngo bagumane ukwemera nyako,

14boye kwita ku migani y'amahomvu y'Abayahudi, no ku mategeko y'abantu bihunza

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

ukuri.

15Ikintu cyose kiba cyiza ku bere. Naho ku bandavuye kandi badafite ukwemera, nta na kimwe kiba cyiza; ahubwo ubwenge n'umutimanama byabo byarandavuye.

16Biratana ko bazi Imana, nyamara bakayihakana mu migirire yabo. Bateye isesemi, bakaba ibyigomeke; no ku cyitwa igikorwa cyiza cyose, nta cyo bamaze.

## Tito 2

### Ibyerekeye abasaza

1Wowe rero, jya uvuga ibikwiranye n'inyigisho ziboneye.

2Abasaza nibajye birinda isindwe, biyubahe, bashyire mu gaciro, bakomere mu kwemera, mu rukundo, n'ubudacogora.

3N'abakecuru ni uko, na bo bagomba kwifata nk'uko bikwiriye abatagatifujwe: nibirinde amazimwe no gutwarwa n'akayoga, ahubwo bajye batoza abandi ingeso nziza;

4bityo bigishe abagore bakiri bato gukunda abagabo babo n'abana babo,

5banabatoze kwitonda, kwirinda ingeso mbi, kwita ku by'ingo zabo, kugwa neza, no kumvira abagabo babo, kugira ngo ijambo ry'Imana bataritukisha.

### Ibyerekeye abasore

6Jya ushishikaza n'abasore ngo bashyire mu gaciro.

7Nawe ubwawe kandi jya ubabera urugero rwiza mu byo ukora byose: haba mu nyigisho ziboneye, haba se mu kwiyubaha,

8cyangwa mu magambo aboneye kandi adahinyuka; bityo umubisha azabure ikibi yatuvugaho, maze amware.

### Ibyerekeye abacakara

9Wigishe n'abacakara kumvira ba shebuja no kubashimisha muri byose, batabagisha impaka,

10birinde kwiba, ahubwo bahore barangwa n'ubudahemuka budakemangwa; bityo bazubahisha muri byose inyigisho z'Imana Umukiza wacu.

### Ineza y'Imana yaragaragaye

11Koko rero ineza y'Imana, soko y'umukiro ku bantu bose, yarigaragaje,

12itwigisha kureka kugomera Imana no gutwarwa n'irari ry'iby'iyi si, kugira ngo guhera ubu ngubu tubeho turangwa n'ubwitonzi, ubutungane, n'ubusabaniramana,

13mu gihe tugitegereje ya mizero mahire hamwe n'Ukwigaragaza kwa Yezu Kristu yisesuyeho ikuzo, We Mana yacu y'igihangange, akaba n'Umukiza wacu,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14witanze kubera twebwe, kugira ngo aturokore ubugome bwose kandi yuhagire umuryango ugenewe kuba ubukonde bwe no kugira ishyaka ryo gukora icyiza cyose.

15Ujye uvuga ibyo ngibyo, ubibashishikarize, ndetse ubacyahe ubigiranye igitsure cy'umutware. Ntihakagire ugusuzugura.

## Tito 3

### Ibyo abayoboke bashinzwe

1Jya wibutsa bose ko bagomba kuyoboka abatware n'abategetsi, bakabumvira, bagahora bakereye gukora umurimo mwiza wose,

2ntibagire uwo batuka, bakirinda kurwana, bakaba abantu bagira neza, bakagaragariza abandi bose ubugwaneza budakemwa.

3Koko rero natwe kera twari ibicucu, n'intumvira, n'ibirara; twari twaratwawe n'irari ry'ibibi bitagira ingano, tukibera mu bugizi bwa nabi n'ishyari, dufite n'icyangiro, kandi natwe ubwacu tuzirana.

4Ariko igihe higaragaje ubuntu bw'Imana Umukiza wacu n'urukundo ifitiye abantu,

5yaradukijije, itabitewe n'ibyiza twaba twarakoze, ahubwo ibitewe n'impuhwe igira, idukirisha icyuhagiro dukesha kuvuka bwa kabiri no guhinduka abantu bashya muri Roho Mutagatifu.

6Kandi uwo Roho, yamudusakajemo ku bwa Yezu Kristu Umukiza wacu,

7kugira ngo tube intungane, kandi twiringire kuzahabwa umurage w'ubugingo bw'iteka, tubikesha ubuntu bwayo.

8Iryo jambo rikwiye kwizerwa, kandi ndashaka ko kuri izo ngingo wajya uvuga wihanukiriye, kugira ngo abemeye Imana barushanwe kugira umwete wo kugenza neza. Ibyo ni byo byiza bifitiye abantu akamaro.

9Naho ibibazo bidafite ishingiro, n'ibyerekeye amasekuruza, intonganya n'impaka za ngo turwane zerekeye Amategeko, jya ubigendera kure, kuko ari nta cyo bimaze kandi bikaba iby'ubusa.

10Nihagira umuntu uca ukubiri n'ukwemera, maze wamuburira ubwa mbere n'ubwa kabiri ntiyumve, uzatane na we;

11uzi yuko bene uwo muntu aba yarataye inzira, akaba n'umunyabyaha wicira ubwe urubanza rubi.

### Gutashya abavandimwe

12Ninkoherereza Aritemasi na Tushiko, uzihutire kunsanga i Nikopoli, kuko ari ho nageneye kuzamara itumba.

13Ugire umwete wo gutegura urugendo rwa Zenasi, impuguke mu by'amategeko,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n’urwa Apolo, kugira ngo batazagira icyo babura.

14Kandi n’abacu bitoze kurushanwa kugira umwete wo kugenza neza, bakenure ababikwiriye, kugira ngo batabura icyo bamarira abandi.

15Abo turi kumwe bose baragutashya. Nawe utashye abadukunda dusangiye ukwemera. Ineza y’Imana ihorane namwe mwese.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Filemoni

## Filemoni 1

### Indamutso

1Jyewe Pawulo, infungwa kubera Kristu Yezu, n'umuvandimwe Timote, kuri Filemoni umufasha wacu dukunda, no kuri Afiyamushiki wacu,

2no kuri Arikipo twatabaranye ku rugamba, no kuri Kiliziya iteranira mu nzu yawe:

3tubifurije ineza n'amahoro bituruka ku Mana Umubyeyi wacu no kuri Nyagasani Yezu Kristu.

### Pawulo ashimira Imana akayitakambira kubera Filemoni

4Mpora nkwibuka mu masengesho, ngashimira Imana yanjye,

5kuko numva barata urukundo n'ukwemera ufitiye Nyagasani Yezu n'abatagatifujwe bose.

6Ndagusabira kugira ngo uko kwemera kube gushingiye ku bikorwa, maze ugaragarize mu ruhame ibyiza byose twashobora kugirira Kristu.

7Koko, muvandimwe, nagize ibyishimo bikomeye, kandi ndahozwa ku mpamvu y'urukundo rwawe, numvise ukuntu wahumurije imitima y'abatagatifujwe.

### Pawulo ashingana Onezimi

8Kubera ibyo, n'ubwo mfite uburenganzira bwose muri Kristu bwo kugutegeka ibyo ugomba gukora,

9mpisemo kwiyambaza urukundo, jyewe Pawulo w'umusaza, nkubitiyeho no kuba ndi infungwa kubera Yezu Kristu ubu ngubu.

10Ndagutakambira kubera umwana wanjye nabyariye mu buroko, Onezimi uwo nguwo,

11wakubereye imburamumaro, ariko noneho azatubera twembi ingirakamaro.

12Ubu ndamukugaruriye, we nkoramutima yanjye.

13Nashakaga kumugumana hafi yanjye, kugira ngo ajye amfasha mu kigwi cyawe, muri ubu buroko nafungiwemo mporwa Inkuru Nziza.

14Ariko nta cyo nashatse gukora utabyemeye, kugira ngo icyo gikorwa cyiza kitakubera agahato, ahubwo gituruke ku bwende bwawe.

15Kandi wenda wamubuze igihe gito none arakugarukiye, kugira ngo uzamuhorane iteka.

16Uzasanga atakiri umucakara, ahubwo atambutse umucakara, usange ari

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

umuvandimwe wawe ukunda: jyeweho ni ko amereye rwose, nawe ni ko azakumerera ndetse arusheho, ari mu maso y'abantu, ari no mu maso ya Nyagasani.

17Niba rero wemera ko ndi incuti yawe, uramwakire nk'uko wanyakira.

18Kandi niba hari icyawe yatwaye cyangwa akaba akurimo umwenda, uzabimbaze.

19Jyewe Pawulo ndabyiyandikiye ubwanjye: nzabyishyura... siniriwe mvuga ko nawe undimo umwenda, kandi uwo mwenda ni wowe ubwawe.

20Ngaho, muvandimwe, ungirire ubwo buntu muri Nyagasani, ushimishe umutima wanjye muri Kristu!

21Nkwandikiye niringiye rwose ko uzanyumva; ndetse nzi neza ko uzakora ibitambutse ibyo ngusabye.

### Imigambi no gutashya abavandimwe

22Byongeye kandi, untegurire n'icumbi, kuko nizeye ko bazandekura nkabagarukira mbikesheje amasengesho yanyu.

23Aragutashya Epafurasi dufunganywe kubera Kristu Yezu.

24Na Mariko aragutashya, na Arisitariko, na Demasi, na Luka, abafasha banjye.

25Nimuhorane ineza ya Nyagasani Yezu Kristu!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Abehebureyi 1

### Imana yatubwirishije Umwana wayo

1Imana imaze kubwira abasokuruza bacu kenshi no ku buryo bwinshi, ikoresheje abahanuzi,

2natwe muri iyi minsi turimo, ari na yo y'imperuka, yatubwirishije Umwana wayo, ari We yageneye kwegurirwa byose, akaba ari na We yabiremesheje byose iyo biva bikagera.

3Mwana uwo, ni We buranga bw'ikuzo ry'Imana n'ishusho rya kamere yayo, ni na We kandi uhagaritse byose ku bubasha bw'ijambo rye. Amaze rero kuhagira abantu ibyaha byabo, yicaye iburyo bwa Nyirikuzo mu ijuru.

4Asumba atyo abamalayika kuko n'izina yahawe ritambutse kure ayabo.

### Umwana w'Imana asumbye abamalayika

5Koko rero, ni nde wo mu bamalayika Imana yigeze ibwira iti *«Uri Umwana wanjye; ni Jye wakwibyariye uyu munsi »*? Cyangwa se iti, *«Nzamubera umubyeyi, nawe ambere umwana »*?

6Kandi igihe yohereje imfura yayo ku isi, yaravuze iti *«Abamalayika bose b'Imana bazamupfukamire.»*

7Abamalayika bo, ibavugaho iti *«Abamalayika bayo yabagize nk'imiyaga, maze abagaragu bayo ibagira nk'imirabyo.»*

8Naho Umwana wayo iramubwira iti *«Mana, intebe yawe y'ubwami ihoraho iteka; umuryango wawe, uwuyoborana ubutabera.*

9U*kunda ibiboneye ukazirana n'ubukozi bw'ibibi. Ni yo mpamvu Imana, Imana yawe, yishimiye kugusigaamavuta y'ubutore, ikurobanuye muri bagenzi bawe.»*

10Irongera iti *«Nyagasani, ni wowe wahanze isi kuva mu ntangiriro, n'ijuru rikaba igikorwa cy'ibiganza byawe.*

11*Ibyo byose bizayoyoka, ariko wowe uhoraho iteka. Isi n'ijuru bizashira ak'imyenda ishaje,*

12*uzabizingazinga nk'igishura, maze bizasimburwe nk'uko umwenda ukura undi. Naho wowe uhora uri wa wundi, n'imibereho yawe ntigira iherezo »*.

13Ni nde wo mu bamalayika bayo Imana yigeze ibwira iti *«Icara iburyo bwanjye, kugeza ko abanzi bawe mbahinduramo akabaho ushyira mu nsi y'ibirengebyawe »?*

14Abamalayika rero bagenewe iki? Si ibiremwa se bigaragira Imana kandi yohereza gufasha abazahabwa umurage w'uburokorwe?

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Abehebureyi 2

### Kwita ku butumwa twagejejweho

1 Ni yo mpamvu tugomba guhugukira cyane ibyo twumvise, niba tudashaka kugenda
tuyobagurika.

2 Tuzirikane ukuntu ijambo ryavuzwe kera n'abamalayika ryabaye impamo, n'ukuntu
abarirenzeho bakarisuzugura bikururiye igihano kibakwiye.

3 Twebwe rero twazarokoka dute niba turangaranye umukiro wa bene ako kageni,
wabanje kwamamazwa na Nyagasani ubwe, nyuma natwe abawumvise
tukawuhamya,

4 kandi Imana ubwayo iwukomeresha ibimenyetso, ibitangaza n'ibikorwa
by'impangare by'amoko yose, n'ingabire Roho Mutagatifu atanga nk'uko abishaka.

### Yezu, umuvandimwe w'abantu

5 Abamalayika si bo bahawe kugenga isi izaza tuvuga. Umwanditsi wa zaburi
abihamya agira ati

6 *«Umuntu ni iki kugira ngo wirirwe umwibuka? Mwene Muntu ni iki kugira ngo wirirwe
umwitaho?*

7 *Wamucishije bugufi y'abamalayika ho gato; umutamiriza ikamba ry'ikuzo
n'icyubahiro;*

8 *ibintu byose ubishyira mu nsi ye.»* Ubwo byose yamuhaye kubigenga, nta kintu na
kimwe rero kitamweguriwe. Icyakora kuri ubu ntibiragaragara ko byose
byamuyobotse,

9 nyamara dore icyo tubona: Yezu uwo, wagizwe muto ku bamalayika mu gihe kigufi,
ubu kubera ko yababaye agapfa, tumubona atamirije ikamba ry'ikuzo n'icyubahiro.
Bityo, ku bw'ineza y'Imana, urupfu yigabije rwagiriye buri muntu akamaro.

10 Mu by'ukuri, byari bikwiye ko Imana, Yo irema byose ikabibeshaho, igira ikirenga
Umwana wayo — ari we uburokorwe bwose buturukaho —, imunyujije mu
bubabare, ngo ibonereho kwigarurira abana batabarika basangira ikuzo ryayo.

11 Koko rero utagatifuza n'abatagatifujwe basangiye inkomoko, bigatuma
adashidikanya kubita abavandimwe,

12 avuga ati *«Nzogeza izina ryawe mu bavandimwe banjye; nzagusingirize rwagati mu
ikoraniro.»*

13 Akongera ati *«Ni we nzashyiramo amizero yanjye.»* Kandi ati *«Dore ndi hano, jyewe
n'abana Imana yampaye.»*

14 None rero, ubwo abana bafitanye ubumwe bw'amaraso n'umubiri, Yezu na We
yasangiye na bo ubwo bumwe kugira ngo mu rupfu rwe atsiratsize umugenga

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

warwo, ari we Sekibi,

15maze abohore abatinyaga urupfu rubahoza mu bucakara igihe cy'ubuzima bwabo bwose.

16Koko ntiyaje atabaye abamalayika, ahubwo yaje atabaye inkomoko y'Abrahamu.

17Kubera iyo mpamvu yagombaga kwishushanya n'abavandimwe be muri byose, akaba Umuherezagitambo Mukuru w'umunyampuhwe, kandi wishyikira ku Mana ngo ahanagure ibyaha by'imbaga.

18Ubwo We yababaye kandi akageragezwa, ashobora no gutabara abageragezwa.

## Abehebureyi 3

### Yezu asumba Musa

1Nuko rero, bavandimwe mwatagatifujwe mukaba musangiye ubutorwe bw'ijuru, nimuhugukire Uwo twohererejweho Umuherezagitambo Mukuru ari na We ukwemera kwacu gushingiyeho.

2Yabereye indahemuka Uwamushinze inzu ye yose, nk'uko byabaye kuri Musa.

3Mu by'ukuri ikuzo rye risumbye kure irya Musa, mu rugero rw'uko uwubatse inzu arusha icyubahiro iyo nzu yubatse.

4Buri nzu yose igira umwubatsi, ariko umwubatsi wa byose ni Imana.

5Musa yashinzwe inzu yayo yose, ari umugaragu wo guhamya ibyo Imana yari igiye kuvuga.

6Naho Kristu We yashinzwe inzu yayo, ari Umwana bwite. Iyo nzu yayo ni twebwe, niba twikomejemo ubwiringire buhamye, kandi tugaterwa ishema n'ukwizera dufite.

### Uko twagera mu ihirwe ry'Imana

7Ni nk'uko Roho Mutagatifu abihamya, ati *«Uyu munsi, nimwumva ijwi rye,*

8*ntimunangire imitima yanyu nk'igihe cy'amananiza, nk'uko byabaye ku munsi w'igeragezwa, mu butayu;*

9*aho abasekuruza banyu bangeragereje, bashaka kunyinja, n'ubwo bari barabonye ibikorwa byanjye, mu myaka mirongo ine.*

10*Ni cyo cyatumye ndakarira iyo nyoko, maze ndavuga nti 'Iteka ryose umutima wabo urararuka; ntibamenye inzira zanjye!'*

11*None narahije uburakari bwanjye ko batazinjira mu buruhukiro bwanjye !»*

12Muramenye rero, bavandimwe, ntihakabe n'umwe muri mwe wigiramo umutima mubi, ngo yitandukanye n'Imana Nzima abitewe no kubura ukwemera.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Ahubwo buri munsi nimuterane inkunga, igihe cyose hakiri *«Uyu munsi »* Ibyanditswe bivuga, maze ntihagire n'umwe muri mwe unangira umutima, ayobejwe n'icyaha.

14Twabaye koko umwe na Kristu, niba ariko dukomeje kudahinyuka ku mimerere yacu yo mu ntangiriro,

15nk'uko byanditswe ngo *«Uyu munsi, nimwumva ijwi rye, ntimunangire imitima yanyu nk'igihe cy'amananiza.»*

16Ni bande se koko *«bumvise»* maze bagatera *«amananiza»*? Si abimutse mu Misiri bose, bayobowe na Musa?

17Kandi ni bande yarakariye *«imyaka mirongo ine»* yose? Si abaguye mu cyaha, imirambo yabo ikararikwa mu butayu?

18Ni bande kandi *«yarahiriye ko batazinjira mu buruhukiro bwe»*, atari izo ntumvira nyine?

19Kandi tuzi ko batabwinjiyemo, ku mpamvu y'ukutemera kwabo.

## Abehebureyi 4

1Bityo rero, ubwo isezerano ryo kwinjira mu buruhukiro bwayo rikiri ryose, turamenye ntihazagire uwibwira ko we arihejweho.

2Kuko natwe twashyikirijwe iyo nkuru nziza kimwe na bo, ariko ijambo bumvise ryabapfiriye ubusa, kuko bataryakiranye ukwemera.

3Naho twebwe abemeye tuzinjira koko muri ubwo buruhukiro, ari bwo Imana yabatangarijeho iti *«Narahije uburakari bwanjye ko batazinjira mu buruhukiro bwanjye!»* Nta we ushidikanya ko Imana yujuje ibikorwa byayo byose kuva isi ikiremwa,

4nk'uko hari aho bavuga iby'umunsi wa karindwi, ngo *«Nuko kuri uwo munsi wa karindwi Imana iruhuka umurimo yari imaze gukora.»*

5Hanyuma kandi nk'uko bimaze kuvugwa ngo *«Ntibazinjira mu buruhukiro bwanjye.»*

6Ubwo rero hakiri abagenewe kubwinjiramo, kandi abumvise bwa mbere iyo Nkuru Nziza batabwinjiyemo ku mpamvu y'ukutemera kwabo,

7Imana yongeye gushyiraho undi munsi mushya, uwa none, ibisobanurisha Dawudi, hashize igihe kirekire, muri aya magambo, iti*«Uyu munsi, nimwumva ijwi rye, ntimunangire imitima yanyu.»*

8Kandi koko, iyo Yozuwe aza kuba ari we wabagejeje mu buruhukiro, Imana ntiba yaravuze iby'umunsi wundi.

9Hakaba rero hari ikindi kiruhuko cy'umunsi wa karindwi kizigamiwe umuryango


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

w'Imana.

10Kuko uwinjiye muri icyo kiruhuko, na we aruhuka imirimo ye, nk'uko Imana yaruhutse iyayo.

11Nitwihutire rero kwinjira muri icyo kiruhuko, ngo hato urugero rw'ukutemera kwacu rutagira uwo rugusha.

12Koko Ijambo ry'Imana ni irinyabuzima, ni irinyabushobozi, kandi riratyaye kurusha inkota y'amugi abiri. Riracengera kugeza aho umutima n'ubwenge bitandukanira, hagati y'ingingo n'imisokoro; rigasobanura ibyifuzo n'ibitekerezo byihishe muri muntu.

13Nta kiremwa na kimwe kiribera intaboneka, ahubwo byose biratamuruye kandi biritaragaje mu maso y'Uwo tuzagomba kumurikira ibyacu.

### Kristu ni Umuherezagitambo Mukuru w'ibambe

14Ubwo dufite Umuherezagitambo mukuru uhebuje, watashye mu ijuru, Yezu, Umwana w'Imana, nitwikomezemo ukwemera.

15Koko rero ntidufite Umuherezagitambo mukuru wananirwa kudutabara mu ntege nke zacu; yageragejwe muri byose, ku buryo bumwe natwe, ariko ntiyatsindwa n'icyaha.

16Nitwegerane rero ubwizere intebe ya Nyirineza, kugira ngo tugirirwe impuhwe, kandi duhabwe imbaraga zizadufasha igihe kigeze.

## Abeheburayi 5

1Umuherezabitambo mukuru wese atorwa mu bantu kandi agashyiririrwaho gufasha abantu mu mubano wabo n'Imana; ashinzwe guhereza amaturo n'ibitambo bihongerera ibyaha.

2Ubwo na we ari umunyantege nke muri byinshi, ashobora kumva abatarasobanukirwa, bagihuzagurika;

3kandi nk'uko atambirira ibyaha by'imbaga, na we aboneraho guhongerera ibye bwite.

4Nta wiha ubwe bwite icyo cyubahiro, ahubwo gihabwa uwo Imana ibihamagariye, kimwe na Aroni.

5Mbese nk'uko Kristu atihaye ubwe iryo kuzo ryo kuba Umuherezagitambo mukuru, ahubwo akaba yararihawe n'Uwamubwiye ati *«Uri umwana wanjye, ni jye wakwibyariye uyu munsi»;*

6kimwe n'uko avuga ahandi ati *«Uri umuherezagitambo iteka ryose, wo mu cyiciro cya Malekisedeki.»*

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7Mu gihe cy'imibereho ye yo ku isi, ni We wasengaga atakamba mu miborogo n'amarira, abitura Uwashoboraga kumurokora urupfu, maze arumvirwa kuko yagororokeye Imana.

8Nubwo yari Mwana bwose, ibyo yababaye byamwigishije kumvira ;

9maze aho amariye kuba intagereranywa, abamwumvira bose abaviramo isoko y'ubucungurwe bw'iteka.

10Imana yamugize Umuherezagitambo mukuru wo mu cyiciro cya Malekisedeki.

### Kugera ku kwemera guhamye

11Turacyafite byinshi byo kubabwira kuri izo ngingo, ariko biraruhije kubibasobanurira kuko muri abantu batumva vuba.

12Mwagombye kuba mwarabaye abahanga kuva kera, nyamara muracyakeneye ko babigisha ingingo z'ibanze z'amagambo y'Imana. Muracyakeneye gutungwa n'amata mu mwanya w'ibiryo bikomeye.

13Unywa amata gusa aba akiri umwana, ntashobore kugira igitekerezo gihamye ku byaba bitunganye.

14Abaciye akenge bo, batungwa n'ibiryo bikomeye, kuko bafite akamenyero ko gusobanura mu bitekerezo byabo icyiza n'ikibi.

## Abehebureyi 6

1Nuko rero, tube turetse inyigisho z'ibanze zerekeye Kristu, maze tujye mu byisumbuye bikwiriye abakuze. Ntitugaruka ku mahame y'ishingiro ariyo y'aya: gutandukana n'ibikorwa bikurura urupfu, kwemera Imana,

2inyigisho zerekeye za batisimu, kuramburirwaho ibiganza , izuka ry'abapfuye, n'urubanza rw'iteka.

3Ndetse ni uko tugiye kubigenza, niba Imana ibitwemereye.

4Abigeze gushyikirizwa urumuri, bagasogongera ku ngabire z'Imana, bagahabwa Roho Mutagatifu,

5bakaryoherwa n'Ijambo ryiza ry'Imana, bakibonera ububasha bw'igihe kizaza, bazamera bate niba bararenze kuri ibyo bakagwa ?

6Ntibishoboka ko bivugurura bundi bushya bicuza, kandi ku bwabo bakomeza kubamba ku musaraba Umwana w'Imana bamusuzuguza ku mugaragaro.

7Iyo ubutaka bunywa amazi abugwaho maze bukabyarira ababuhinga imbuto z'ingirakamaro, buba buhawe umugisha w'Imana.

8Naho iyo bumezeho amahwa n'ibitovu, buba butaye agaciro, bukwiye kuvumwa,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

amaherezo bukagabizwa umuriro.

9Mwebweho rero, nkoramutima, nubwo tumaze kuvuga dutyo, ntidushidikanya ko muri mu nzira nziza, ari yo y'uburokorwe.

10Imana rwose ntirenganya, ntishobora kwibagirwa umwete wanyu n'urukundo mwagaragarije izina ryayo, mufasha abatagatifujwe nk'uko n'ubu mukibikomeje.

11Cyakora, icyo twifuza ni uko buri wese yakomeza iryo shyaka rizamugeza ku ndunduro y'ibyo yizeye.

12Bityo rero, umurego wanyu ntugacogore, ahubwo mukurikize urugero rw'abahawe umurage wabasezeranijwe, babikesheje ukwemera n'ukwiyumanganya.

### Amasezerano y'Imana ni indakuka

13Igihe Imana isezeranyije Abrahamu, kuko nta wundi wari uyisumbye ngo imurahirire, yarirahiriye ubwayo iti

14*«Rwose nzaguhundazaho imigisha, kandi nzaguha inkomoko nyamwinshi.»*

15Abrahamu akomeza kwihangana bigeza aho yuzurizwa amasezerano.

16Ubusanzwe abantu barahirira imbere y'ubaruta, maze kugira ngo bakemure impaka bakishingikiriza iyo ndahiro.

17Ni cyo cyatumye Imana ubwayo ikoresha indahiro ngo igaragarize abo yageneye isezerano ko umugambi wayo udakuka.

18Iryo sezerano n'iyo ndahiro bidakuka kandi bitarangwamo ubuhendanyi bw'Imana, ni byo shingiro ridahungabana ry'amizero yacu, twe abemeye guhara byose ngo tugere ku mizero twasezeranijwe.

19Ayo mizero ni nk'inkingi umutima wacu wegamiye, kandi akaba ari yo atugeza hirya y'umubambiko,

20ha handi Yezu yatubanjirije kwinjira, ari Umuherezagitambo mukuru kandi w'iteka ryose, wo mu cyiciro cya Malekisedeki.

## Abehebureyi 7

### Malekisedeki

1Uwo Malekisedeki, Umwami w'i Salemu, umuherezabitambo w'Imana Isumba byose, ni we wasanganiye Abrahamu wari umaze gutsinda Abami, nuko amuvugiraho amagambo y'umugisha.

2Ni we kandi Abrahamu yeguriye igice cya cumi cy'iminyago. Izina rye risobanura mbere na mbere «umwami w'ubutabera», hanyuma kandi kuba umwami w'i Salemu bivuga «Umwami w'amahoro».

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Byongeye Malekisedeki, nta se uzwi, nta nyina, nta bisekuruza, nta we uzi igihe yavukiye n'igihe yapfiriye, maze agashushanya atyo Umwana w'Imana , akaba kandi n'Umuherezabitambo w'iteka ryose.

4Nimwirebere ubukuru bw'uwo muntu, Abrahamu, umukurambere wacu, yeguriye igice cya cumi cy'iminyago myiza!

5Abakomoka kuri Levi batorewe kuba abaherezabitambo, ni bo bonyine Amategeko ashinga kwakirira rubanda kimwe cya cumi cy'umusaruro wabo ugenewe Ingoro; abo bawutanga kandi ni abavandimwe babo bakomoka kuri Abrahamu.

6Ariko Malekisedeki we, utari uwo mu bisekuruza byabo, yegukanye igice cya cumi cy'umutungo wa Abrahamu, kandi aha umugisha uwaragijwe amasezerano y'Imana.

7Nta we ushidikanya ko umuto ari we uhabwa umugisha n'umukuru.

8Bisubiye kandi bene Levi basoresha ni abagenewe kuzapfa, naho Malekisedeki we bahamya ko ariho.

9Twavuga ndetse ko Levi, wakiraga kimwe cya cumi, na we ubwe yagitangiye muri Abrahamu,

10kuko yari akiri mu nda ya sekuruza igihe asanganiwe na Malekisedeki.

### Ubuherezabitambo busumbye ubwa Levi

11Iyaba ubuherezabitambo bwa Levi bwari bwuzuye — kandi mu by'ukuri ari bwo shingiro ry'amategeko yahawe Israheli — ntibiba byarabaye ngombwa ko haduka undi muherezabitambo, wo mu cyiciro cya Malekisedeki, aho kuba uwo mu cyiciro cya Aroni.

12Igihe rero ubuherezabitambo buhindutse, ni ngombwa ko n'amategeko ahinduka.

13Uwo ibi bivugwaho — Nyagasani Umwami wacu — avuka mu bundi bwoko butigeze gushingwa imirimo y'urutambiro.

14Nta we uyobewe ko Umwami wacu akomoka kuri Yuda, ubwoko Musa atigeze ahingutsa mu bagenewe ubuherezabitambo.

15Bikarushaho kumvikana, iyo tuzirikana ko umuherezabitambo uje ari uwo mu cyiciro cya Malekisedeki;

16akaba atabugejejweho n'amategeko y'abantu, ahubwo n'ububasha bw'ubugingo buhoraho.

17Dore koko ibyamwemejweho: *«Uri umuherezabitambo iteka ryose, wo mu cyiciro cya Malekisedeki.»*

18Bityo amahame ya mbere akaba avuyeho, kuko yari adafashe kandi nta kamaro.

19Amategeko koko nta cyo yigeze ageza ku ndunduro; ni yo mpamvu twahawe

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

amizero yisumbuye ari yo dukesha kwegera Imana.

20Uretse ibyo kandi habaye n'indahiro y'Imana: ubwo abaherezabitambo ba mbere bashyirwagaho nta ndahiro,

21Uwacu we yashyirishijweho indahiro y'Uwamubwiye ati *«Uhoraho yarabirahiriye, kandi ntazisubiraho: Uri Umuherezagitambo iteka ryose.»*

22Ni kuri ubwo buryo Yezu ahagarariye Isezerano ryisumbuye.

23Byongeye kandi, abaherezabitambo ba mbere bakurikiranye ari benshi, kuko urupfu rwabatwaraga;

24ariko We, kuko ari uw'iteka ryose, ubuherezagitambo bwe ntibusimburanwaho.

25Ni cyo gituma ashobora kurokora burundu abamunyuraho bagana Imana, kuko abereyeho kubingingira iteka ryose.

26Uwo ni we koko muherezagitambo mukuru twari dukeneye, w'intungane, w'umuziranenge, w'umuzirabwandu, utabarirwa mu banyabyaha, wakiriwe ahasumbye ijuru.

27Ntameze nk'abandi baherezabitambo bakuru bagomba gutamba buri munsi, bakabanza guhongerera ibyaha byabo bwite, bakabona guhongerera iby'imbaga; ibyo We yabigize rimwe rizima yitangaho igitambo ubwe.

28Abo Amategeko ashyiriraho kuba abaherezabitambo bakuru ni abanyantege nke, ariko Uwashyirishijweho indahiro yakuye Amategeko, ni Umwana w'Imana wuje ubutungane iteka ryose.

## Abeheburеyi 8

### Yezu, Umuherezagitambo wacu mukuru

1Ingingo y'ingenzi y'ibyo tuvuga ni uko dufite Umuherezagitambo mukuru wa bene ako kageni, wicaye mu ijuru iburyo bwa Nyirikuzo,

2akaba ashinzwe ingoro n'ihema nyaryo , ritubatswe n'abantu, ahubwo Imana yiyubakiye ubwayo.

3Umuherezabitambo mukuru wese ashyirirwaho guhereza amaturo n'ibitambo, bikamubera ngombwa ko na we agira icyo atura.

4Mu by'ukuri, iyaba Yezu yari ari ku isi, ntiyaba umuherezabitambo, kuko hatabuze abahereza amaturo bakurikije Amategeko.

5Ibyo abo ngabo bakora ku isi ni ibishushanyo bica amarenga y'ibiriho mu ijuru, nk'uko Musa agiye kubaka Ihema yabwirijwe n'Imana ngo *«Itegereze, uzakore byose ukurikije urugero rw'ibyo werekewe hejuru y'umusozi.»*

6Ariko ubu ngubu Umuherezagitambo wacu mukuru yeguriwe umurimo uruta cyane

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

uwabo, kuko ari umuhuza w'Isezerano rishingiye ku byiza bihebuje, biruse ibyari byarasezeranywe mbere.

### Yezu ahagarariye Isezerano ryisumbuye

7Iyaba Isezerano rya mbere ryarabaye indakemwa, ntiriba ryaragombye gusimburwa n'irya kabiri.

8Kuko Imana yabatonganyije, igira iti *«Ngaha iminsi igiye kuza, uwo ari Nyagasani ubivuga, maze nzagirane Isezerano rishya n'inzu ya Israheli, n'inzu ya Yuda;*

9*atari nk'isezerano nagiranye n'abasekuruza babo umunsi mbafata ikiganza ngo mbakure mu gihugu cya Misiri. Kubera ko batakomeje isezerano ryanjye, nanjye narabitaruye, uwo ari Nyagasani ubivuga.*

10*None ngiri Isezerano nzagirana n'inzu ya Israheli nyuma y'iyo minsi, uwo ari Nyagasani ubivuga: 'Nzashyira amategeko yanjye mu bwenge bwabo, maze nyandike mu mutima wabo; nzababera Imana, na bobazambere umuryango.'*

11*Maze hekuzagira uwongera kwigisha mugenzi we cyangwa ubwiriza umuvandimwe we, ati 'Umenye Nyagasani', kuko bose bazaba banzi, kuva ku muto kugeza ku mukuru.*

12*Kuko nzababababarira ubuhemu bwabo bwose, maze ibicumuro byabo sinongere kubyibuka.»*

13Kuvuga rero *«isezerano rishya»,* ni uko irya mbere Imana iba irigize impitagihe; ikibaye kandi icya kera n'igisazira kiba kigiye gushiraho

## Abehebureyi 9

### Imihango ya kera isimburwa n'igitambo cya Kristu

1Isezerano rya mbere ryari rifite imihango irigenga, n'ingoro Imana isingirizwamo hano ku isi.

2Bari barashinze ihema, rigizwe n'ibyumba bibiri. Icya mbere cyabagamo ikinyarumuri, n'imigati y'umumuriko, kikitwa ahatagatifu.

3Hirya y'umubambiko wa kabiri hakaba icyumba cyitwa ahatagatifu rwose,

4cyabagamo urutambiro rwa zahabu rutwikirwaho imibavu, hakabamo kandi Ubushyinguro bw'Isezerano busizwe hose zahabu; muri bwo harimo agaherezo ka zahabu kuzuyemo manu, harimo kandi inkoni ya Aroni yari yarashibutseho indabo, n'ibimanyu by'amabuye byanditsweho Isezerano.

5Hejuru y'Ubushyinguro hakaba Abakerubimu b'ikuzo batwikiriye urwicurizo. Ariko si igihe cyo kuvuga umwirondoro w'ibyo byose.

6Ibikoresho iyo bimaze gutunganywa mu myanya yabyo, abaherezabitambo binjira igihe cyose mu cyumba cya mbere, bakahakorera imihango yo gusenga.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7Mu cyumba cya kabiri ho, umuherezabitambo mukuru ahinjira gusa rimwe mu mwaka, kandi yitwaje amaraso yo guhongerera ibyaha by'ubujiji bwe bwite, kimwe n'iby'imbaga.

8Roho Mutagatifu agaragaza atyo ko inzira y'ahatagatifu rwose itarugururwa mu gihe ingoro ya mbere ikiriho.

9Ni amarenga y'iki gihe turimo, atwumvisha ko amaturo n'ibitambo bihaturirwa bidashobora kugeza ku butungane umutima w'ukora iyo mihango.

10Ubwo ishingiye ku biribwa, ku binyobwa no kwisukurisha amazi, ni imihango iringaniye n'intege nke z'abantu, yemewe kuzageza igihe Imana izavugururira byose.

## Igitambo cya Kristu

11Igihe Kristu ahingukiye, yaje ari Umuherezagitambo mukuru, w'ibyiza bizaza. Yambukiranyije ingoro isumbije iya mbere agaciro n'ubutungane, itubatswe n'ikiganza cy'abantu, ari byo kuvuga ko itari iyo muri ibi byaremwe.

12Yinjiye rimwe rizima ahatagatifu rwose, atahinjiranye amaraso ya za ruhaya n'ay'ibimasa, ahubwo aye bwite, aturonkera atyo ubucungurwe bw'iteka.

13Niba koko amaraso ya za ruhaya n'ay'ibimasa, kimwe n'umuyonga w'inyana yatwitswe, bishobora gusukura no gutagatifuza umubiri w'abo byuhagijwe,

14nk'amaraso ya Kristu wituye Imana ho igitambo kitagira inenge ku bwa Roho Uhoraho, yo azarushaho ate gusukura umutima wacu, awukiza ibikorwa bitera urupfu, ngo dushobore gusingiza Imana Nzima?

## Isezerano rishya rishingiye ku maraso ya Kristu

15Ni cyo gituma Kristu yabaye ishingiro ry'Isezerano rishya, kuko yapfiriye gukiza ibicumuro by'abari bakigengwa n'Isezerano rya mbere, kandi ngo abatowe bazahabwe umurage w'iteka wabasezeranijwe.

16Koko rero iyo hari uburage, ni ngombwa ko urupfu rw'uraga rubanza kugaragara.

17Uburage bugira agaciro iyo uraga yapfuye; naho iyo akiriho, nta gaciro buba bufite.

18Ni cyo cyatumye n'Isezerano rya mbere ritashoboye kubaho hatabanje kumenwa amaraso.

19Koko rero, igihe Musa yari amaze gutangariza imbaga amabwiriza yose uko yanditswe mu Mategeko, yafashe amaraso y'ibimasa n'aya za ruhaya, hamwe n'amazi, abimisha ku gitabo no ku mbaga yose akoresheje ubwoya bw'intama butukura n'icyuhagiro,

20avuga ati *«Aya ni amaraso y'Isezerano Imana yabageneye.»*

21Hanyuma kandi ayo maraso ayuhagiza Ihema n'ibikoresho byose by'imihango

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mitagatifu.

22Bityo, nk'uko Amategeko abivuga, hafi ya byose bisukurishwa amaraso, maze ntihabe ibabarirwa ry'ibyaha, hatabanje kumenwa amaraso.

23Niba ibishushanya iby'ijuru bisukurwa kuri ubwo buryo, ni ngombwa ko iby'ijuru nyirizina bisukurwa n'ibitambo byisumbuyeho.

### Ugutaha mu ijuru kwa Kristu

24Koko, Kristu ntiyinjiye mu ngoro yubatswe n'abantu yacaga amarenga y'Ingoro y'ukuri, ahubwo yatashye mu ijuru ubwaryo, kugira ngo aduhagararire ubu ngubu imbere y'Imana.

25Kandi ntiyagombaga kwitamba ubwe incuro nyinshi, nk'uko umuherezabitambo mukuru yinjiranaga buri mwaka ahatagatifu rwose amaraso atari aye.

26Iyo biba ibyo, Kristu aba yaragombye kubabara incuro nyinshi kuva isi ikiremwa. Mu by'ukuri, yahingutse rimwe rizima, ibihe byuzurijwe, kugira ngo icyaha agihanagurishe igitambo cye.

27Nk'uko kandi umuntu wese yagenewe gupfa rimwe rizima, nyuma agacirwa urubanza,

28ni na ko Kristu yatuweho igitambo rimwe rizima kugira ngo avaneho ibyaha by'abantu batabarika, nyuma akazaza ubwa kabiri, bitagifite amahuriro n'icyaha, azaniye uburokorwe abamutegereje bose.

## Abehebureyi 10

### Igitambo kimwe rukumbi cy'ingirakamaro

1Amategeko ya kera ntiyarangagaga bihagije amahame y'ukuri, ahubwo yari amarenga y'ibyiza bizaza. Ntiyashoboraga na gato kugeza ku butungane abaturaga ubudahwema ibyo bitambo bidahinduka, basubiragamo buri mwaka.

2Iyo bitaba ibyo, baba bararetse kubitura, kuko iyo baza gusukurwa burundu, ntibari gukomeza kwigiramo inkeke y'icyaha.

3Nyamara ahubwo ibyo bitambo byari bigamije buri mwaka kwibutsa imbaga ibyaha byayo.

4Koko rero nta kuntu amaraso y'ibimasa n'aya za ruhaya ashobora kuvanaho ibyaha.

5Ni cyo cyatumye igihe Kristu aje ku isi, yavuze ati*«Ntiwanyuzwe n'ibitambo n'amaturo, ahubwo wampangiye umubiri.*

6*Ntiwashimishijwe n'ibitambo bitwikwa bihongerera ibyaha;*

7*nuko ndavuga nti 'Dore ndaje, kuko ari jye uvugwa mu muzingo w'igitabo, ngo nkore ugushaka kwawe, Dawe '.»*

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

8Umva ko abanje kuvuga ati*«Ntiwanyuzwe cyangwa ngo ushimishwe n'amaturo n'ibitambo bitwikwa», bihongerera ibyaha»,* nyamara biturwa uko biteganywa n'Amategeko!

9Hanyuma akongeraho ati *«Dore ndaje ngo nkore ugushaka kwawe.»* Ni uko yakuyeho uburyo bwa mbere bwo gutura, ashinga ubwa kabiri.

10Ni ku bw'uko gushaka kandi twatagatifujwe n'ituro ry'umubiri wa Kristu ryabaye rimwe rizima.

11Mu gihe umuherezabitambo wese ahora ahagaze ngo akore buri munsi imihango, atura kenshi ibitambo bihora ari bimwe kandi bidashobora kuvanaho ibyaha,

12Kristu We, aho amariye guhereza igitambo rukumbi gihongerera ibyaha, *«yicaye iburyo bw'Imana ubuziraherezo»,*

13akaba kuva ubwo ategereje ko *«abanzi be bahindurwamo akabaho ko mu nsi y'ibirenge bye.»*

14Ku bw'iryo turo rimwe rukumbi yagejeje ku butungane abo yiyemeje gutagatifuza.

15Ni na byo kandi Roho Mutagatifu ubwe atwemeza. Kuko amaze kuvuga ati

16*«Ngiri Isezerano nzagirana na bo nyuma y'iyo minsi».* Nyagasani yaratangaje ati *«Nzashyira amategeko yanjye mu mutima wabo, maze nzayandike no mu bwenge bwabo.*

17*Sinzongera kwibuka ibyaha byabo.»*

18Bityo rero ahari ibabarirwa, ntihaba hagikeneye ibitambo byo guhongerera ibyaha.

### Nitwikomezemo ukwemera kudacogora

19Kuri ubwo buryo, bavandimwe, dufite ubwizere buhagije bwo kuzataha mu ngoro ntagatifu, tubikesheje amaraso ya Kristu.

20Yaduhangiye inzira nshya kandi nyabuzima, ihinguranya umubambiko, ari byo kuvuga umubiri we.

21Tukaba ubu dufite umuherezagitambo uhebuje uyobora inzu y'Imana.

22Nitumwegerane rero umutima ugororotse n'ukwemera guhamye, dufite umutima wakijijwe inkeke yose y'icyaha n'umubiri wuhagijwe amazi asukuye.

23Nitwikomezemo amizero yacu tudacogora, kuko Uwatugiriye amasezerano ari indahemuka.

24Bamwe bajye bita ku bandi, duterana umwete mu rukundo no mu bikorwa byiza.

25Ntitukihunze amakoraniro yacu, nk'uko bamwe babigizemo akamenyero; ahubwo niturusheho guterana inkunga, cyane cyane ndetse ubwo mubona ko umunsi wa


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Nyagasani wegereje.

26Tumenye ko, niba dukomeje gucumura tubishaka, kandi twaramenyeshejwe ukuri kose, nta gitambo kindi gisigaye cyo guhongerera ibyaha byacu;

27ahasigaye ni ugutegereza urubanza rukaze n'inkongi y'umuriro uzatsemba ibyigomeke.

28Uwagira atya akarenga ku mategeko ya Musa, nta shiti azicwa nta mbabazi, niba byemejwe n'abagabo babiri cyangwa batatu.

29Bizagendekera bite rero uzaba asuzuguye Umwana w'Imana, akandavuza amaraso y'Isezerano ry'Imana yamutagatifuje, kandi agatuka Roho Nyir'ingabire? Nimwiyumvishe ukuntu igihano azaba akwiye kizarushaho kuba gikaze.

30Ntituyobewe, Uwavuze ati*«Uguhora ni ukwanjye; ni jye kandi utanga ibihembo»*, akongera ati*«Nyagasani azacira urubanza umuryango we.»*

31Ni akaga gakomeye kwibasirwa n'ikiganza cy'Imana Nzima.

32Nimwibuke uko mwatangiye mukimara kubona urumuri,ukuntu mwarwanye intambara ikomeye kandi ibabaje:

33rimwe mushungerwa mu bitutsi no mu bitotezo,ubundi mwifatanya n'abagirirwaga ayo marorerwa.

34Kandi koko mwasangiye ububabare n'abafunzwe,mwakirana ibyishimo isahurwa ry'ibintu byanyu,kuko mwari muzi ko mufite ubukungu bwisumbuyeho kandi buzahoraho.

35Amizero yanyu ntagacogore,azabahesha ingororano ikomeye.

36Ubu icyo mukeneye ni ubutwari buzabafasha kuzuza ugushaka kw'Imana no kuronka ibyiza mwasezeranijwe.

37Kuko *«hasigaye akanya gato, ndetse gatoya cyane, maze Ugomba kuza akaza bidatinze.*

38*Intungane yanjye izabeshwaho n'ukwemera; nyamara niba inyuze ukwayo, ntizongera guhimbaza umutima wanjye.»*

39Twebweho ntituri abantu bo gutezuka ngo bitume tworama, ahubwo turi abantu bafite ukwemera kuzaduhesha uburokorwe.

## Abeheburey 11

1Ukwemera ni ishingiro ry'ibyo twizeye, kukatubera n'icyemezo cy'ibitagaragara.

2Ukwemera ni ko kwahesheje abakera gushimwa n'Imana.

3Ukwemera kutwumvisha ko ibyaremwe byatunganijwe n'Ijambo ry'Imana, bityo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

rero ko ibigaragara bikomoka ku bitagaragara.

4Ukwemera kwatumye Abeli ahereza Imana igitambo gitambutse icya Kayini. Kwamugaragajeho rero kuba intungane kuko Imana yashimye amaturo ye. Ku bw'uko kwemera, n'ubwo yapfuye bwose, aracyavuga na n'ubu.

5Ukwemera kwatumye Henoki ajyanwa, maze ahonoka urupfu, akaba rero nta wongeye kumubona, kuko Imana yamwijyaniye; koko mbere y'uko ajyanwa yari yaragaragaweho ko yanogeye Imana.

6Nuko rero nta we ushobora kunyura Imana adafite ukwemera, kuko uwegera Imana wese agomba kwemera ko ibaho kandi igahemba abayishakashaka.

7Aho Nowa amariye kumenyeshwa ibyari bitaraba, ukwemera kwatumye adashidikanya maze aremekanya ubwato bwo kurokoreramo umuryango we. Ubwo ahamya isi icyaha, maze asigara ari ingenerwamurage y'ubutungane buturuka ku kwemera.

8Ukwemera kwatumye Abrahamu yumvira Imana, agenda agana igihugu yari agiye guhabwa ho umurage, kandi agenda atazi iyo ajya.

9Ukwemera kwatumye atura nk'umushyitsi mu gihugu yasezeranijwe, acumbika mu ihema, hamwe na Izaki na Yakobo, ari bo basangiye amasezerano.

10Abrahamu uwo yari ategereje umurwa wubatse ku kibanza gikomeye, watekerejwe kandi ukubakwa n'Imana ubwayo.

11Ukwemera kwatumye na Sara, wari ugeze mu zabukuru, ahabwa ubushobozi bwo gusama inda, kuko yari yizeye ubudahemuka bw'Uwabagiriye amasezerano.

12Ni na yo mpamvu umuntu umwe, ndetse wari wegereje urupfu yakomotsweho n'imbaga ingana n'inyenyeri zo mu kirere kandi itabarika nk'umusenyi wo ku nkombe y'inyanja.

13Abo bose bapfanye ukwemera, na none bataragera ku byiza basezeranijwe, ariko basa n'ababirabukwa, babiramukiriza kure, bahamya ko ari abagenzi n'abashyitsi kuri iyi si.

14Abavuga batyo baragaragaza rwose ko bari mu gushakashaka igihugu cy'iwabo nyakuri;

15kuko iyo baza kuba bakumbuye icyo baturutsemo, bari bagifite umwanya uhagije wo gusubirayo.

16Mu by'ukuri bari barangamiye ikindi gihugu cyiza, ari cyo iwabo ho mu ijuru. Ni na yo mpamvu Imana itagira ipfunwe ryo kwitwa Imana yabo, kuko ari Yo yabateguriye umurwa.

17Ukwemera kwatumye, mu gihe cy'igeragezwa, Abrahamu atura Izaki ho igitambo;

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

atura umwana we w'ikinege, kandi yari yarahawe amasezerano,

18abwirwa ati «Izaki ni we uzaguhesha urubyaro ruzakwitirirwa.»

19Yiyemezaga ko Imana ishobora no kuzura uwapfuye, bituma asubizwa umwana we, biba n'amarenga y'ibizaza.

20Ukwemera kwatumye Izaki aha Yakobo na Ezawu umugisha uzabafasha mu gihe kizaza.

21Ukwemera kwatumye Yakobo, igihe yari agiye gupfa, aha umugisha buri muhungu wa Yozefu, nuko apfukama yishingikirije inkoni ye.

22Ukwemera kwatumye Yozefu wendaga gupfa atangaza imitahukire y'abana ba Israheli, kandi agena n'uko bazagenzereza amagufa ye.

23Ukwemera kwatumye Musa, amaze kuvuka, ahishwa n'ababyeyi be amezi atatu yose, kuko bari banyuzwe n'uburanga bwe, ntibatinya guca ku itegeko ry'umwami.

24Ukwemera kwatumye Musa, aho amariye gukura, yigurutsa kwitwa umwana w'umukobwa wa Farawo,

25ahitamo kuburagizwa hamwe n'umuryango w'Imana aho kwishimishiriza mu byaha by'igihe gito.

26Yiyumvisha ko kwifatanya n'ugusuzugurwa k'umuryango watowe bitambukije kure agaciro ubukire bwose bwo mu Misiri, kuko amaso ye yari arangamiye indi ngororano.

27Ukwemera kwatumye yimuka mu Misiri ntiyakangwa n'uburakari bw'umwami, nuko ntiyahindagana amera nk'umuntu wizigiye Utaboneshwa amaso.

28Ukwemera kwatumye ahimbaza Pasika, maze asiga amaraso ku nzu z'Abayisraheli, kugira ngo Umunyacyorezo atarimbura abana b'imfura.

29Ukwemera kwabambukije Inyanja Itukura nko ku butaka bwumutse, mu gihe Abanyamisiri babiganye, bo bararohama.

30Ukwemera kwatumye inkuta zizitiye Yeriko zihirika, bamaze kuzizenguruka iminsi irindwi yose.

31Ukwemera kwatumye Rahabu w'ihabara atarimburwa hamwe n'ibyigomeke, kuko yakiranye amahoro intasi za Israheli.

32Mbese mvuge nte kandi? Nta gihe nabona cyo kuvuga bihagije ibya Gideyoni, Baraki, Samusoni, Yefute, Dawudi, Samweli, n'Abahanuzi.

33Ukwemera kwabo kwatumye batsinda amahanga, bategekana ubutabera, buzurizwa amasezerano, bazibiranya urwasaya rw'intare,

34bazimya ubukana bw'umuriro, bahonoka ubugi bw'inkota, bashinga intege


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bakirutse indwara, bagira ubutwari igihe cy'intambara, bakumira ingabo z'abanyamahanga.

35 Hari n'abagore bazuriwe abana babo bari bapfuye. Hari n'abahisemo gutanyaguzwa, banga kubabarirwa, kugira ngo bazashyikire ubugingo bwisumbuye bw'abazutse.

36 Abandi bemeye agashinyaguro n'ibiboko, ndetse n'ingoyi n'uburoko.

37 Hari abatewe amabuye, basatuzwa urukero, batemaguzwa inkota; hari abatorongeye, bagenda bambaye impu z'intama n'iz'ihene, ari abatindahare, bapfukiranwa kandi batotezwa,

38 — abatari bagenewe kuba ab'isi — babuyeraga ku gasi no mu misozi, bahungira mu bigugu no mu masenga y'isi.

39 Abo bose, n'ubwo Imana yashimye ukwemera kwabo, ntibashoboye gushyikira iyuzuzwa ry'amasezerano;

40 kuko Imana yari iduteganyirije ibyiza biruseho, ntiyashatse kubageza ku ndunduro yabyo, tutari kumwe.

## Abehebureyi 12

### Ukwiyumanganya mu bitubabaza

1 Natwe rero, ubwo duhagarikiwe n'inteko ingana ityo y'ababaye intwari mu kwemera, nitwigobotore imizigo idushikamiye n'icyaha gihora kiducogoza, maze tuboneze inzira ubutagerura mu ntambara twahamagariwe,

2 duhanze amaso Yezu, We ntangiriro n'iherezo ry'ukwemera kwacu, We wemeye guhara ibyishimo byari bimukwiye, akiyumanganya umusaraba adatinya ko byamuviramo ikimwaro, nuko kuva ubwo akicara iburyo bw'intebe y'Imana.

3 Koko nimutekereze uwababajwe cyane n'abanyabyaha bari bamwibasiye, agira ngo imitima yanyu itazacogozwa n'ukwiheba.

4 Ntimurarwana bigeze aho kuvushwa amaraso mu ntambara y'icyaha murimo,

5 kandi mwiyibagije inama yabagiriwe kimwe n'abana ngo *«Mwana wanjye, ntukange ko Nyagasani aguhana, cyangwa ngo ucogozwe n'uko agucyashye;*

6 *kuko Nyagasani ahana abo akunda, agacyaha uwo yemereye kuba umwana we bwite.»*

7 Ububabare bwanyu bugenewe kubagorora, kandi Imana ibafata nk'abana bayo. Ni uwuhe mwana rero udakosorwa na se?

8 Niba muri abarindwabihano kandi abandi bose babihuriyeho, ubwo muri ibibyarirano, ntimuri abana b'ukuri.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Twarezwe n'ababyeyi bacu b'umubiri kandi bitugwa neza; tuzarushaho dute rero kuyoboka Umubyeyi w'imitima yacu, ngo aduhaze ubugingo?

10Bo baducyahaga by'igihe gito, uko babyumvaga; Imana Yo ibigirira ikidufitiye akamaro, igamije kutugeza ku butungane bwayo.

11Nanone nta we uhita ashimishwa n'igihano, ahubwo kiramubabaza; nyuma y'aho ariko, abo cyagoroye kibabyarira imbuto y'amahoro n'ubutungane.

12*«Nimukomeze rero ibiganza bidandabirana n'amavi ajegajega;*

13*kandi mutegurire ibirenge byanyu amayira agororotse »*, kugira ngo ucumbagurika adahinyagara, ahubwo akurizeho gukira.

### Dutege amatwi ijwi ry'Imana

14Nimuharanire kugirana amahoro n'abantu bose, no gutunga ubutungane kuko utabufite atazigera abona Imana.

15Muramenye ntihazagire n'umwe usaguka ku ngabire y'Imana, ntihazamere kandi muri mwe ingemwe isharira yabatera imidugararo maze ikanduza imbaga yose.

16Muramenye ntimukabemo inkozi y'ibibi n'imwe cyangwa umusebyamana, nka Ezawu waguranye imbehe icyubahiro cye cyo kuba imfura ya se.

17Muzi kandi ko, hanyuma yashatse kuragwa umugisha, akabihakanirwa, akabura n'uburyo yabihindura, n'ubwo yatakambaga kandi asuka amarira!

18Ntimwaje mugana ibintu bigaragara,nk'umuriro uhindacyangwa igicu
kibuditse,umwijima cyangwa inkubi y'umuyaga,19umworomo w'impanda cyangwa
ijwi risakabaka,ku buryo abaryumvise basabye ngo bekongera kuryumva.

20«Ntibashoboye kwihanganira iri tegeko ryababwiraga ngo *'Nihagira uwegera uyu musozi, ndetse n'ubwo ryaba ari itungo rizicishwe amabuye.»*

21Ibyo babonye byari biteye ubwoba kugeza aho Musa avuga ati «Nakutse umutima, none ndadagadwa!»

22Mwebweho mwaje mugana umusozi wa Siyoni n'umurwa w'Imana Nzima, ari wo Yeruzalemu yo mu ijuru, n'inteko itabarika y'abamalayika bakereye ibirori;

23mwasanze ikoraniro ry'abavukambere banditswe mu ijuru, mwegera n'Imana Umucamanza wa bose, n'intungane zageze ku ndunduro,

24mwegera kandi Yezu, We muhuza w'Isezerano rishya ku bw'amaraso yamishwe, aruta kure ay'Abeli.

25Muririnde rero kwima amatwi Nyir'ukubabwira! Abanze kumva uwabahanuriraga hano ku isi ntibashoboye kuzibukira igihano; twebwe se tuzakitaza dute niba twirengagije Utubwirira mu ijuru?

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

26Ijwi rye ryahungabanyije isi kandi n'ubu aravuga ati «Hasigaye indi ncuro maze nekuzahungabanya isi yonyine, ahubwo ndetse n'ijuru.»

27Ayo magambo ngo «hasigaye indi ncuro» aratwumvisha ko ibyo bihindagurika ari ibintu byaremwe bizavanwaho, kugira ngo ibidahindagurika bihoreho iteka.

28Ubwo rero duhawe Ubwami budahindagurika, nidukomere kuri iyo ngabire, dukorere Imana ku buryo buyinogeye, mu cyubahiro n'igitinyiro,

29kuko Imana yacu ari umuriro ugurumana.

## Abeheburеyi 13

### Umubano nyawo

1Nimwikomezemo urukundo rwa kivandimwe.

2Ntimukibagirwe kwakira abashyitsi, kuko hariho ababikesheje kwakira abamalayika batabizi.

3Muzirikane abari mu buroko nk'aho mwabaye imbohe hamwe na bo; muzirikane kandi ababababazwa kuko namwe mufite umubiri.

4Ugushyingirwa nikubahwe na bose, n'uburiri bw'abashakanye buzire inenge, kuko Imana izacira urubanza abasambanyi n'inkozi z'ibibi.

5Imibereho yanyu izire ubugugu, munyurwe n'ibyo mufite, kuko Nyagasani ubwe yavuze ati «Sinzaguhara, kandi sinzagutererana!»

6ku buryo dushobora kuvuga nta shiti tuti «Nyagasani arampagarikiye, ntakizantera ubwoba; mbese ni nde wagira icyo antwara?»

7Nimuzirikane abayobozi banyu, ababamenyesheje Ijambo ry'Imana; mwitegereze uko barangije ubutumwa bwabo, maze mukurikize ukwemera kwabo.

8Yezu Kristu ntahinduka, ari ejo, ari none, no mu bihe byose.

9Ntimugatwarwe n'inyigisho z'amoko menshi kandi zitandukira, kuko ikiruta ari uko umutima wakomezwa n'ingabire z'Imana, aho gukomezwa n'ibyo kurya bitagiriye n'akamaro ababiha agaciro.

10Twebweho dufite urutambiro abakorera mu ihema badafitiye uruhusa rwo kurya ibiruvuyeho.

11Koko kandi amaraso y'ibitungwa ajyanwa n'umuherezabitambo mukuru ahatagatifu rwose ngo ahongerere ibyaha, naho inyama zabyo zigatwikirwa inyuma y'ingando.

12Ni na yo mpamvu Yezu yababarijwe inyuma y'umurwa, ngo amaraso ye bwite atagatifuze imbaga.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Nidusohoke natwe tumusanganirire inyuma y'ingando, twikoreye agashinyaguro ke.

14Kuko nta murwa uzahoraho dufite hano ku isi, ahubwo turashakashaka umurwa w'igihe kizaza.

15Ku bwe rero ntiduhweme guhereza Imana igitambo cy'ibisingizo, ni ukuvuga imvugo yamamaza izina ryayo.

16Ntimukibagirwe kugira neza no gushyira hamwe ibyo mutunze, kuko Imana ishima bene ibyo bitambo.

17Nimwumvire abayobozi banyu kandi mubashobokere, kuko ari bo bashinzwe roho zanyu kandi bakazazibazwa. Bityo bazashobora kubikorana ibyishimo, aho kubikora binuba, kuko ibyo nta kamaro byabagirira.

18Nimudusabire; mu by'ukuri umutimanama wacu uraboneye, kandi twiyemeje kugenza neza muri byose.

19Ndabasabye, nimusabe mushishikaye, kugira ngo nzashobore kubagarukamo vuba.

## Ibyifuzo bisoza

20Imana Nyir'amahoro, yakuye Umwami wacu Yezu mu bapfuye, Umushumba mukuru w'intama, ibigirishije amaraso y'Isezerano rizahoraho iteka,

21Yo ubwayo ibahe gukora icyiza cyose gihuje n'ugushaka kwayo, kandi iturangirizemo ikiboneye mu maso yayo ku bwa Yezu Kristu, Nyaguharirwa ikuzo uko ibihe bisimburana iteka. Amen!

22Bavandimwe, ndabinginze ngo mwakire iri jambo ryo kubatera umwete, bikaba byatumye mbandikira ntarambuye.

23Mumenye ko umuvandimwe wacu Timote yafunguwe. Nangeraho vuba, ni we tuzazana kubasura.

24Nimutashye abayobozi banyu n'abatagatifujwe bose. Abo mu Butaliyani barabatashya.

25Ineza y'Imana ihorane namwe mwese!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Yakobo

## Yakobo 1

### Indamutso

1Jyewe Yakobo, umugaragu w'Imana n'uwa Nyagasani Yezu Kristu, ku batoranyijwe n'Imana bo mu miryango cumi n'ibiri, batuye mu mahanga, ndabaramutsa.

### Ubutwari bugaragarira mu magorwa

2Bavandimwe, amagorwa y'amoko yose munyuramo, mujye muyakirana ibyishimo byinshi,

3mumenye kandi ko ibigerageza ukwemera kwanyu bibyara ubwiyumanganye.

4Ariko rero ubwo bwiyumanganye bugomba kuba bugaragara, kugira ngo mube abantu bahamye kandi nyabo, mbese batagira amakemwa.

### Isengesho ryo gusaba ubuhanga

5Niba muri mwe hari ubuze ubuhanga, abusabe Imana izabumuha, Yo iha bose ku buntu kandi itagombye kugondozwa.

6Ariko rero, ajye asabana ukwemera atabanje kujijinganya; kuko ujijinganya asa n'umuvumba mu nyanja ihubanganyijwe n'umuyaga.

7Bene uwo muntu ntakibwire ko hari icyo Nyagasani yakwihera

8umuntu w'imberabyombi, uhindagurika mu nzira ze zose.

### Umukene n'umukire

9Umuvandimwe w'umukene niyishimire ikuzwa rye,

10n'umukire yishimire ugucishwa bugufi kwe , kuko umukire azahita nk'ururabyo rw'icyatsi.

11Izuba ryarararashe n'ubushyuhe bwaryo bwinshi, ryumisha icyatsi, ururabyo rurahunguka, maze ubwiza bwarwo burayoyoka. N'umukire rero azarabirana atyo mu byo akora byose.

### Ibigeragezo n'ibishuko

12Hahirwa umuntu uba intwari mu bigeragezo, kuko namara kugeragezwa, azahabwa ikamba ry'ubugingo Imana yasezeranyije abayikunda.

13Nihagira ugwa mu gishuko, ntakavuge ati «Ni Imana inshuka», kuko Imana idashobora koshya gukora ikibi cyangwa ngo igire uwo ishuka.

14Buri muntu ashukwa n'irari rye bwite rimukurura, maze rikamwoshya.

15Iyo iryo rari rimaze gusama, ribyara icyaha, n'icyaha cyamara gukura kikabyara

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

urupfu.

16Ntimukibeshye rero, bavandimwe nkunda.

17Icyitwa ingabire y'agaciro cyose, n'ituro rishyitse iryo ari ryo ryose, bikomoka mu ijuru ku Mubyeyi w'urumuri , we udahinduka kandi ntatume habaho umwijima uturutse ku mihindagurike y'ibihe.

18Ni ku bwende bwe bwite yatwibyariye akoresheje ijambo rye ry'amanyakuri, kugira ngo tube imena mu biremwa bye.

### Ntimugashimishwe no kumva ijambo ry'Imana byonyine

19Mubimenye rero, bavandimwe nkunda, ko muri impuguke. Nyamara, buri muntu arabangukirwe mu gutega amatwi, ariko ntagahubuke mu kuvuga; atinde no kurakara,

20kuko uburakari bw'umuntu budakora igihuje n'ubutungane bw'Imana.

21Nimwitandukanye rero n'icyitwa ubwandure cyose, n'icyitwa agasigisigi k'ubugira nabi kose, mwakirane urugwiro ijambo ryababibwemo kandi rishobora kubakiza.

22Mube abantu bagaragaza mu bikorwa ijambo ry'Imana, kuko kwishimira kuryumva byonyine ari ukwibeshya.

23Koko rero, niba umuntu ateze amatwi ijambo ariko ntarikurikize, amera nk'umuntu urebera mu ndorerwamo isura yavukanye:

24iyo amaze kwireba, aragenda, agahita yibagirwa uko yasaga.

25Naho uwibanda ku itegeko rihamye, ari ryo ry'ubwigenge, kandi akaryizirikaho, atari uryumva akaryibagirwa, ahubwo ari urikurikiza; uwo nguwo azagira amahirwe mu bikorwa bye.

26Niba hari uwibwira ko ari umuyoboke w'Imana, ariko ntashobore gutegeka ururimi rwe, aba yibeshya, n'iyobokamana rye riba ari ubusa.

27Iyobokamana risukuye kandi ritagira amakemwa mu maso y'Imana Data ni iri ngiri: ni ugusura imfubyi n'abapfakazi mu magorwa yabo, kwirinda ubwandu bwose bwo kuri iyi si, kugira ngo ube umuziranenge.

## Yakobo 2

### Ntimukabogamire ku ruhande rw'abakire

1Bavandimwe, ntimukitiranye kwikundira abantu bamwe n'ukwemera mufite muri Nyagasani Yezu Kristu wisesuyeho ikuzo.

2Koko rero, niba mu ikoraniro ryanyu hinjiye umuntu ufite impeta za zahabu, wambaye neza cyane, hakinjira n'umukene wambaye imyenda y'ibishwangi,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3maze mukarangamira umuntu wambaye imyambaro myiza, mukamubwira muti «Wowe, icara muri uyu mwanya w'icyubahiro», naho umukene mukamubwira muti «Wowe hagarara hariya», cyangwa se «Wicare mu nsi y'akabaho nkandagizaho ibirenge byanjye»,

4ubwo se ntimuba mwivanguye ubwanyu ? Ntimuba se mubaye abacamanza b'ibitekerezo bifutamye?

5Nimwumve, bavandimwe nkunda! Mbese nyine, Imana si Yo yahisemo abakene muri iyi si, kugira ngo babe abakungahazwe mu kwemera, n'abagenerwamurage b'Ingoma Imana yasezeranyije abayikunda?

6Nyamara mwebwe mwima umukene icyubahiro cye! Mbese ye, abakire si bo babakandamiza? Si bo se babajyana mu nkiko?

7Si bo se batuka izina rya Kristu mwitiriwe?

8Icyakora, niba mukurikiza itegeko rihatse yose nk'uko byanditswe ngo *«Uzakunde mugenzi wawe nkawe ubwawe »*, mukora neza.

9Ariko niba mugira uruhande mubogamiraho, mukora icyaha, mugashinjwa n'itegeko murengaho.

10Koko rero, umuntu ukurikiza Itegeko ryose, ariko agateshuka ku ngingo yaryo imwe gusa, aba akwiye guhanwa nk'uwayishe yose,

11kuko Uwavuze ati *«Ntuzasambane»*, yaranavuze ati *«Ntuzice.»*Niba rero utasambanye, ariko ukica, uba wishe amategeko.

12Nimuvuge kandi mukore nk'abantu bahamagariwe gucirwa urubanza hakurikijwe itegeko ry'ubwigenge.

13Koko rero, urubanza ntirugira impuhwe ku muntu utaragize impuhwe; nyamara impuhwe zisesa urubanza.

### Ukwemera kutagira ibikorwa kuba kwarapfuye

14Byaba byunguye iki se, bavandimwe banjye, umuntu avuze ko afite ukwemera, niba adafite ibikorwa ? Uko kwemera se gushobora kumukiza?

15Niba umuvandimwe wawe cyangwa mushiki wawe bambaye ubusa, cyangwa se badafite ibyo kurya bya buri munsi,

16maze muri mwe hakagira ubabwira ati «Nimugende amahoro, mwote kandi muryoherwe», atabahaye ibibatunga, byaba bimaze iki?

17Bityo rero, n'ukwemera kutagira ibikorwa kuba kwarapfuye ubwako.

18Ariko wenda hagira uvuga ati «Wowe ufite ibikorwa, naho jye nkagira ukwemera!» Uwo nguwo namusubiza nti «Nyereka ukwemera kwawe kutagira ibikorwa, naho jye


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

nkwereke ibikorwa bigaragaza ukwemera kwanjye.

19Wemera ko habaho Imana imwe? Ni byiza rwose! N'ingabo za Sekibi zirabyemera, ariko zigahinda umushyitsi kubera ubwoba.

20Muntu w'ikiburabwenge, waba ushaka se kumenya ko ukwemera kudafite ibikorwa kuba kwarapfuye?

21Ni ko ye, Abrahamu, umukurambere wacu, si ibikorwa byatumye aba intungane igihe atuye umuhungu we Izaki ku rutambiro?

22Urabona rero ko ukwemera kwajyanaga n'ibikorwa, n'ibikorwa bikuzuza ukwemera;

23maze hakarangira ijambo ry'Ibyanditswe rigira riti *'Nuko Abrahamu yemera Imana, bityo aba intungane '* kandi yitwa incuti y'Imana.»

24Murabona rero ko ari ibikorwa umuntu akesha kuba intungane, ntibibe mu kwemera konyine.

25Ni ko byagenze no kuri Rahabu w'ihabara: none se si ibikorwa yakesheje ubutungane igihe yakiraga za ntasi, kandi akazinyuza mu yindi nzira?

26Koko rero, nk'uko umubiri ubuze umwuka uba wapfuye, bityo n'ukwemera kutagira ibikorwa kuba kwarapfuye.

## Yakobo 3

### Nimutegeke ururimi rwanyu

1Bavandimwe, ntimugahirimbanire mwese kuba abigisha. Murabizi ko twebwe abigisha tuzacirwa urubanza rukomeye,

2kuko kenshi twese duteshuka mu magambo. Niba umuntu adateshutswe mu magambo, uwo nguwo aba ari umuntu nyawe, ushobora no gutegeka umubiri we wose.

3Niba dushyize imikoba mu munwa w'amafarasi kugira ngo atwumvire, dushobora no kuyobora umubiri wayo wose.

4Nimwitegereze n'amato; n'ubwo ari manini bwose kandi agasunikwa n'inkubi y'umuyaga, ayoborwa n'ingashya ntoya cyane, kugira ngo agane aho umusare ashaka.

5Bityo rero, n'ururimi ni urugingo rw'umubiri rungana urwara, ariko rukiratana ibikorwa bikomeye. Nimurebe ukuntu akariro gake gatwika ishyamba rinini rigakongoka.

6Ururimi na rwo ni nk'umuriro, isoko y'ibibi; rubarirwa mu myanya y'umubiri wacu, maze rukanduza umubiri wose, rukawutwikisha umuriro rukomora mu nyenga


© 2012, Bible Society of Rwanda.

y'ikuzimu, rukangiza imibereho yacu yose.

7Koko rero nta bwoko na bumwe, bwaba ubw'inyamaswa z'inkazi, bwaba ubw'inyoni, bwaba ubw'ibikururuka ku butaka, bwaba ubw'amafi, nta na bumwe umuntu adashobora gutegeka;

8ariko ururimi, nta muntu n'umwe ushobora kurutegeka, rwo cyorezo kidahoshwa, rukaba rwuzuyemo uburozi bwica!

9Ni rwo tuvugisha dusingiza Nyagasani n'Umubyeyi, ariko akaba ari na rwo tuvumisha abantu baremwe mu ishusho y'Imana;

10bityo mu munwa umwe hagasohoka umugisha n'umuvumo. Bavandimwe rero, ntibyari bikwiye kumera bityo.

11Ese ye, isoko ishobora kuvubura mu kobo kamwe amazi aryohereye n'amazi asharira?

12Cyo se bavandimwe, umutini ushobora kwera imizeti, cyangwa se umuzabibu ukera imitini? Bityo n'isoko irimo umunyu ntishobora gutanga amazi anyobwa.

13Ni nde w'umuhanga n'umunyabwenge muri mwe? Nabyerekanishe imyifatire ye myiza, ko ibikorwa bye byuzuye ituze n'ubuhanga.

### Ubuhanga bw'isi n'ubuhanga bukomoka mu ijuru

14Ariko niba mu mutima wanyu huzuyemo ishyari rikabije n'ubucabiranya, ntimukirate cyangwa ngo mubeshye muhinyura ukuri.

15Ubwo buhanga ntibukomoka mu ijuru; ahubwo ni ubw'isi, bukaba ubw'inyamaswa n'ubwa Sekibi.

16Koko rero, ahari ishyari n'ubucabiranya, haba umuvurungano n'ibikorwa bibi by'amoko yose.

17Naho ubuhanga bukomoka mu ijuru, icya mbere cyo ni ubuziranenge, ni ubunyamahoro, ni ubunyarugwiro n'ubunyampuhwe, bukaba busendereye ineza kandi bukarumbuka imbuto nziza, ntibugire aho bubogamira kandi ntibugire uburyarya.

18Imbuto y'ubutungane ibibwa mu mahoro, ku baharanira amahoro.

## Yakobo 4

### Abakunzi b'isi ni abanzi b'Imana

1Amakimbirane akomoka he? Cyangwa se intambara muri mwe zituruka he? Aho ibyo byose ntibyaba bituruka ku byifuzo byanyu, birwanira mu myanya y'umubiri wanyu?

2Murararikira, ariko ntimugire icyo mutunga; muri abicanyi n'abanyeshyari,


© 2012, Bible Society of Rwanda.

nyamara nta cyo muronka; murarwana kandi mukavurungana, ariko ntimugire icyo mugeraho, kuko mutazi gusaba.

3Murasaba ariko ntimuronke, kuko ugusaba kwanyu nta kindi kugamije uretse gutagaguza ibyifuzo byanyu.

4Mwa basambanyi mwe, ntimuzi se ko kuba incuti y'isi ari ukuba umwanzi w'Imana? Ushaka kuba incuti y'isi, aba abaye umwanzi w'Imana.

5Muratekereza se ko Ibyanditswe byandikiwe ubusa, aho bigira biti *«Imana ikunda cyane umwuka wayo yadushyizemo »*?

6Nyamara, Imana iduha ingabire yisumbuyeho, kuko Ibyanditswe bigira biti *«Imana yima abirasi, arikoabiyoroshya ikabagirira ubuntu.»*

7Nimuyoboke rero Imana; mwiyime Sekibi, maze azabahungire kure.

8Nimwegere Imana, na yo izabegera. Banyabyaha, nimusukure ibiganza byanyu; namwe bantu b'imberabyombi, musukure imitima yanyu!

9Nimubabazwe n'amagorwa yanyu, mujye mu cyunamo kandi murire; igitwenge cyanyu kibe amarira, n'ibyishimo byanyu bihinduke umubabaro.

10Nimwicishe bugufi imbere ya Nyagasani, maze azabashyire ejuru.

## Uri nde, kugira ngo ucire umuvandimwe wawe urubanza?

11Bavandimwe, ntimugasebanye bamwe ku bandi. Ushebeje cyangwa agacira umuvandimwe we urubanza, aba ashebeje kandi aciriye itegeko urubanza. Niba rero uciriye itegeko urubanza, nta bwo ukiri ukurikiza itegeko, ahubwo ugenza nk'umucamanza.

12Kandi umucamanza n'utanga itegeko, ni umwe rukumbi: ni we ushobora kwica no gukiza. Uri nde rero, kugira ngo ucire mugenzi wawe urubanza?

## Ijambo riburira abacuruzi

13Nuko rero namwe abavuga muti «Uyu munsi, cyangwa ejo, tuzajya mu mugi uyu n'uyu, tuzahamare umwaka, ducuruze kandi turonke inyungu»,

14nyamara mutazi uko ejo muzamera; kuko muri nk'ibihu bigaragara mu kanya gato, hanyuma bikayoyoka!

15Aho mwagize muti «Niba Nyagasani abishatse tuzabaho, kandi dukore ibi na biriya»,

16ahubwo murirata muteganya ibintu bikomeye mutazageraho. Bene ubwo bwirasi ni bubi.

17Bityo rero, umuntu ushobora gukora icyiza, ariko ntagikore, aba acumuye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Yakobo 5

### Ijambo riburira abakungu

1Naho mwebwe abakungu, nimurire, muboroge kubera amakuba abategereje!

2Ubukungu bwanyu bwaraboze, imyambaro yanyu yaramunzwe;

3zahabu yanyu na feza byaguye ingese, kandi iyo ngese ni yo izabashinja, ikazatwika imibiri yanyu nk'umuriro. Ngaho mwihunikiye ubukungu muri iyi minsi y'indunduro!

4Umushahara w'abakozi basaruye imyaka mu mirima yanyu mwarawubahuguje, none ngaha uravuza induru kandi n'imiborogo y'abo bakozi yageze mu matwi ya Nyagasani Umutegetsi w'ingabo.

5Kuri iyi si mwibereyeho mu murengwe no mu byishimo, kandi ku munsi batotezaga intungane, ntimwaretse kugwa ivutu.

6Mwaciriye urubanza rubi intungane, maze murayica, nyamara itabarwanyije.

### Nimwihangane, Nyagasani ari hafi

7Bavandimwe rero, nimwihangane kugeza igihe Nyagasani azazira. Nimwitegereze umuhinzi ukuntu yihangana ategereje ko ubutaka bwe bubyara umusaruro mwiza; akihangana ubutarambirwa.

8Namwe rero nimwihangane, mwikomeze umutima, kuko isesekara rya Nyagasani riri hafi.

9Bavandimwe, ntimukijujute bamwe ku bandi, kugira ngo mudacirwa urubanza; dore umucamanza ahagaze imbere y'umuryango.

10Bavandimwe, ku byerekeye ububabare n'ubwiyumanganye, nimufatire urugero ku bahanuzi bavuze mu izina rya Nyagasani.

11Dore ubu turashimira abiyumanganyije. Mwumvise inkuru y'ukwiyumanganya kwa Yobu, kandi mwabonye uko Nyagasani yamugenjereje hanyuma; kuko Nyagasani ari umugwaneza n'umunyambabazi.

### Yego yanyu ijye iba yego

12Ariko mbere ya byose, bavandimwe, ntimukarahire ijuru cyangwa isi, cyangwa se ubundi buryo ubwo ari bwo bwose. Ahubwo mujye muvuga ngo «yego» niba ari yego, cyangwa se «oya » niba ari oya, kugira ngo mudacirwa urubanza.

### Nimusenge

13Mbese muri mwe hari ubabaye? Nasenge. Hari uwishimye se? Naririmbe ibisingizo.

14Mwaba se mwifitemo umurwayi? Nahamagaze abakuru ba Kiliziya bamuvugireho amasengesho bamaze kumusiga amavuta mu izina rya Nyagasani.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[15]Isengesho rijyanye n'ukwemera rizakiza uwo murwayi: Nyagasani azamuzahura, kandi niba yarakoze ibyaha, abibabarirwe.

[16]Nimwirege ibyaha byanyu bamwe ku bandi, kandi musabirane kugira ngo mukizwe. Isengesho ry'intungane rigira ubushobozi bwinshi.

[17]Dore Eliya yari umuntu nka twe, asabana umwete kugira ngo imvura itagwa, maze koko ntiyagwa mu gihe cy'imyaka itatu n'amezi atandatu ;

[18]hanyuma yongera gusaba, maze ijuru rivubura imvura, isi yera imbuto...

### Nimugarure uwahabye

[19]Bavandimwe, niba muri mwe hari uwahabye, maze akitarura ukuri, hanyuma bakamugarura,

[20]mumenye ko ugaruye umunyabyaha, akamukura mu nzira yari yarayobeyemo, aba akijije ubuzima bw'umunyabyaha kandi agatsemba ibyaha bitabarika.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Petero, iya 1 1

### Indamutso

1Jyewe Petero, intumwa ya Yezu Kristu, kuri mwebwe ntore z'Imana, mwatatanijwe nk'abagenzi n'abasuhuke mu ntara ya Ponti, mu Bugalati, muri Kapadosiya, muri Aziya no muri Bitiniya ,

2mukaba ari mwebwe Imana Data yatoranije bikurikije umugambi wayo, ikabatagatifurisha Roho kugira ngo mujye mwumvira Yezu Kristu kandi musukurwe n'amaraso ye: ineza n'amahoro nibibasenderemo!

### Gushimira Imana

3Nihasingizwe Imana, Se w'Umwami wacu Yezu Kristu, kuko yagiriye impuhwe zayo z'igisagirane maze ikaduha ubugingo bushya, kugira ngo tugire amizero ahamye dukesha izuka rya Yezu Kristu mu bapfuye,

4no kugira ngo dutunge umurage udashobora gushanguka, kwandura cyangwa guserebera, ari wo ubazigamiwe mu ijuru,

5mwebwe abo ububasha bw'Imana buragirishije ukwemera, kugeza ubwo umukiro wabateguriwe uzigaragariza mu bihe byagenwe by'imperuka.

6Nimwishime kandi munezerwe, kabone n'ubwo mukigomba mu gihe gito kubabazwa n'amagorwa y'amoko yose.

7Uko zahabu bayiyungururisha umuriro, ni na ko bya bigeragezo bigenewe gusukura ukwemera kwanyu gutambukije kure agaciro iyo zahabu y'akanya gato, kugira ngo nikumara guhama, kuzabaheshe ibisingizo, ikuzo n'icyubahiro, igihe Yezu Kristu azaba yigaragaje.

8Koko ni We mukunda mutamurora, mukamwemera mutarigeze mumubona; akaba ari na cyo gituma mwasazwe n'ibyishimo bitagira ivugiro kandi by'agatangaza,

9kuko mwashyikiriye igihembo cy'ukwemera kwanyu, ari cyo umukiro wanyu.

### Uko abahanuzi bakurikiranye iby'umukiro

10Iby'uwo mukiro, abahanuzi bagerageje kubikurikirana no kubisobanuza, maze bahanura ibyerekeye ineza mwari mugiye kugirirwa n'Imana.

11Bashakashakaga uko batahura igihe n'uburyo ibyo bari bumvishijwe na Roho wa Kristu wari ubarimo bizabera, nk'ibyerekeye ububabare Kristu yagombaga kubabara, hamwe n'ikuzo rizabukurikira.

12Abo bahanuzi Imana yabahishuriye ko ubwo butumwa atari bo bwagenewe, ahubwo ko ari mwebwe bagomba kubushyikiriza, none ubu ngubu mukaba

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mubumenyeshejwe n'abigisha b'Inkuru Nziza bayobowe na Roho Mutagatifu woherejwe aturuka mu ijuru, ndetse n'abamalayika bifuza kuyirangamira.

### Mube intungane mu migenzereze yanyu yose

13Nimuhore rero mwiteguye, mube maso kandi mushyire amiringiro yanyu yose mu ngabire muzahabwa igihe Yezu Kristu azaba yigaragaje.

14Nimube nk'abana bumvira, mureke gukurikiza irari mwari mufite kera, mukiri mu bujiji ;

15ahubwo mube intungane mu migenzereze yanyu yose, mbese nk'uko Uwabahamagaye na We ari intungane,

16kuko byanditswe ngo *«Nimube intungane, kuko ndi intungane.»*

17Niba mwiyambaza Imana nk'Umubyeyi wanyu, Yo itagira aho ibogamira, kandi igacira buri muntu urubanza ikurikije ibikorwa bye, nimugendere mu gitinyiro igihe cyose muri ku isi;

18kuko muzi y'uko atari ibintu bishanguka nka zahabu cyangwa feza byabarokoye mu migenzereze mibi mwarazwe n'abakurambere banyu;

19ahubwo ko mwarokowe n'amaraso y'agaciro gakomeye ya Kristu, nk'ay'intama itagira inenge cyangwa ubwandure.

20Kristu ni We watoranyijwe mbere y'ihangwa ry'isi, kandi agaragazwa mu bihe by'indunduro ku mpamvu yanyu.

21Ni na We mukesha kwemera Imana yamuzuye mu bapfuye kandi ikamukuza, ku buryo ukwemera kwanyu n'amizero yanyu bishingira ku Mana.

### Nimutere imbere nk'abana b'Imana

22Mwasukuwe imitima yanyu mwumvira ukuri, kugira ngo mugire urukundo rwa kivandimwe ruzira uburyarya. Nimukundane ubudatezuka n'umutima wanyu wose,

23mwebwe abavutse bundi bushya ku mbuto itari inyabushanguke, ahubwo idashanguka ku bw'ijambo nyabuzima kandi rihoraho ry'Imana.

24Kuko Ibyanditswe bivuga ngo *«Ikinyamubiri cyose ni nk'icyatsi, n'ikuzo ryacyo rikaba nk'iry'ururabyorw'icyatsi: icyatsi kiruma, ururabyo rugahunguka;*

25*ariko ijambo ry'Uhoraho rizahoraho iteka.»* Iryo jambo rero ni ryo Nkuru Nziza mwamenyeshejwe.

## Petero, iya 1 2

1Nuko rero nimwitandukanye n'icyitwa ubugome n'ubuhendanyi bwose, icyitwa uburyarya, ishyari n'ubuzimuzi cyose.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

2Mbese kimwe n'abana bakimara kuvuka, nimurarikire amata meza y'ijambo ry'Imana, kugira ngo igihe muryakira, mutere imbere mu gucungurwa kwanyu,

3niba koko mwarasogongeyeho mukumva ukuntu Nyagasani aryohereye.

### Ibuye nyabuzima n'ihanga ritagatifu

4Nimwegere Nyagasani, ibuye nyabuzima ryajugunywe n'abantu, nyamara ari indobanure kandi rifite agaciro gakomeye mu maso y'Imana;

5bityo namwe mube nk'amabuye mazima, mwubakwemo ingoro ndengakamere, kugira ngo mube imbaga ntagatifu y'abaherezabitambo, mwitureho ibitambo ndengakamere bishimisha Imana ku bwa Yezu Kristu.

6Koko Ibyanditswe bivuga ngo *«Dore nshyize muri Siyoni ibuye ry'insanganyarukuta, ibuye ry'indobanure kandi rifite agaciro gakomeye, maze uzaryishingikirizaho wese, ntazakorwe n'ikimwaro.»*

7Mwebwe rero abemera, iryo kuzo ni iryanyu, naho ku batemera*«ibuye ryajugunywe n'ububatsi ryahindutse ibuye ry'insanganyarukuta,*

8*ariko kandi ribabera ibuye basitaraho n'urutare batembaho.»* Barisitaraho kuko banze kwemera ijambo ry'Imana, kandi ni na cyo bagenewe.

9Naho mwebwe muri ubwoko bwatoranyijwe, imbaga y'abaherezabitambo ba cyami, ihanga ritagatifu, umuryango Imana yironkeye, kugira ngo mujye mwamamaza ibigwi by'Uwabahamagaye, abavana mu mwijima, akabinjiza mu rumuri rwe rw'agatangaza,

10mwebwe abatari umuryango w'Imana kuva kera, ubu ngubu noneho mukaba mwarabaye umuryango wayo, mwebwe mutari abo kugiririrwa imbabazi, ubu ngubu noneho mukaba mwarazigiriwe.

### Imyifatire y'abakristu mu batemera Imana nyakuri

11Nkoramutima zanjye, mwebwe muri nk'abagenzi n'abanyamahanga, ndabasaba ngo mwirinde irari ry'umubiri rirwanya umutimanama.

12Nimugire imyifatire myiza imbere y'abatemera Imana nyakuri, kugira ngo n'ubwo babasebya nk'aho muri abagiranabi, bazamurikirwe n'ibikorwa byanyu, maze basingize Imana ku munsi izaziraho.

### Icyubahiro kigenewe abategetsi

13Nimuyoboke rero ubutegetsi bwose bw'abantu ku mpamvu ya Nyagasani: yaba umwami mu mwanya we w'ikirenga,

14baba abatware batumwe na we kugira ngo bahane abagiranabi kandi bashime abakora neza;

15kuko icyo Imana ishaka ari uko mwacubya ubujiji bw'abantu b'ibiburabwenge,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kubera ibikorwa byanyu byiza.

16Nimubeho nk'abantu bigenga, ariko ntimukoreshe ubwo bwigenge muhishira ubugome bwanyu, ahubwo mubeho nk'abagaragu b'Imana.

17Nimwubahe abantu bose, mukunde abavandimwe banyu, mutinye Imana kandi muhe umwami icyubahiro.

### Dore uko abakristu b'abagaragu bakwiye kwifata

18Bagaragu, nimwubahe ba shobuja mubikuye ku mutima, atari abeza n'abagwaneza bonyine, ahubwo ndetse n'ab'indashoboka.

19Koko rero kwiyumanganya imibabaro yose ugirirwa uzira akarengane ni ingabire, iyo bigiriwe guhesha Imana ikuzo.

20Murabona byabamo kuzo nyabaki kwiyumanganya inkoni mukubitwa, niba mwakoze ikosa? Ariko niba mwiyumanganyije imibabaro mwatewe n'icyiza mwakoze, ngiyo ingabire mu maso y'Imana.

21Nuko rero, icyo ni cyo mwahamagariwe, kuko na Kristu yababaye ku mpamvu yanyu, akabasigira urugero kugira ngo mukurikize inzira ye:

22We utigeze akora icyaha, kandi akaba atarigeze avuga ibinyoma;

23agatukwa, ariko ntasubize igitutsi, mu bubabare bwe ntagire uwo akangara, ahubwo akiragiza umucamanza w'intabera;

24We wajyanye ibyaha byacu mu mubiri we bwite ku musaraba, kugira ngo nitumara gupfa ku byaha, tubeho mu butungane. Ni We nyir'ibikomere byabakijije.

25Koko rero, mwari mumeze nk'intama zatatanye, none ubu ngubu mwagarukiye umushumba n'umurinzi wanyu.

## Petero, iya 1 3

### Umubano w'abashakanye

1Namwe bagore ni uko; nimwumvire abagabo banyu, kugira ngo n'aho bamwe muri bo baba bataremera Ijambo ry'Imana, babashe guhinduka ari nta cyo umuntu ababwiye, ahubwo babitewe n'imigenzereze myiza y'abagore babo,

2bamaze kwitegereza imigenzereze yanyu myiza kandi ishyira mu gaciro.

3Imirimbire yanyu ntikabe iy'inyuma: imisatsi iboshye, impeta za zahabu cyangwa imyenda y'akarusho;

4ahubwo imirimbire yanyu ibe iy'imbere mu mutima, imirimbire idashanguka y'umutima utuje kandi ukagwa neza, ufite agaciro kanini mu maso y'Imana.

5Ngiyo imirimbire y'abagore b'intungane babayeho kera bizera Imana kandi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bakumvira abagabo babo:

6twavuga nka Sara wumviraga Abrahamu akamwita umutegetsi. Namwe muri abakobwa be igihe cyose muba mukora icyiza, mudatinya igikangisho icyo ari cyo cyose.

7Namwe bagabo ni uko; imibereho yanyu nimuyisangire n'abagore banyu, mukurikije ko imimerere yabo idakomeye nk'iyanyu; mubahe icyubahiro, kuko bagomba kuzasangira namwe umurage w'ingabire y'ubugingo, kugira ngo hatagira icyabera inkomyi amasengesho yanyu.

## Imibanire y'abakristu

8Ahasigaye, nimutekereze ibihuje, mugirirane impuhwe, mukundane urwa kivandimwe, mube abanyambabazi kandi mwicishe bugufi.

9Ntimukiture undi inabi yabagiriye, cyangwa ngo nabatuka mumusubize; ahubwo mwifurizanye umugisha, kuko ari cyo mwahamagariwe, kugira ngo muzahabwe umugisha ho umurage.

10Koko rero, *«Ushaka gukunda ubuzima no kubona iminsi mihire, agomba kurinda ururimi rwe kuvuga ikibi, n'umunwa we ntuvuge amagambo y'ibinyoma.*

11*Nazibukire ikibi, akore icyiza; nashakashake amahoro, ayaharanire.*

12*Kuko Nyagasani ahoza amaso ku bantu b'intungane, agatega amatwi amasengesho yabo, ariko akima uruhanga rwe abakora ikibi.»*

## Muhore mwiteguye gusobanura iby'amizero yanyu

13Ni nde uzabagirira nabi niba mushishikariye gukora icyiza?

14N'iyo kandi mwagira icyo mubabazwaho ku mpamvu y'ubutungane, mwaba mugize amahirwe. Ntimugatinye ababatoteza, ngo muhagarike umutima;

15ahubwo nimwubahe Kristu mu mitima yanyu, kuko ari We Nyagasani. Nimuhore mwiteguye guha igisubizo umuntu wese uzagira icyo ababaza ku byerekeye ukwizera kwanyu.

16Nyamara ariko, mujye mubikorana ubugwaneza n'icyubahiro kandi mufite umutima utaryarya, kugira ngo nibanababeshyera, abasebya imigenzereze yanyu muri Kristu bazakorwe n'ikimwaro.

17Koko rero, icyaruta ni ukubabazwa mukora neza, niba ari ko Imana ibishaka, aho kubabazwa mukora nabi.

## Urupfu rwa Kristu ni rwo mutsindo

18Koko rero, Kristu ubwe yapfuye rimwe rizima azize ibyaha by'abantu; bityo, nubwo ari intungane, apfira abagome kugira ngo abayobore ku Mana, abanje gupfa ku bw'umubiri, hanyuma agasubizwa ubuzima ku bwa Roho.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[19]Nuko ajya kwigisha ndetse n'abari bafungiye mu buroko bw'Ikuzimu,

[20]ba bandi bigomekaga ku Mana kera, mu gihe Yo yihanganaga birebire, kugeza kuri ya minsi Nowa yubakaga ubwato, ari bwo bwinjiwemo n'abantu bake, bagera ku munani, maze bagakizwa n'amazi.

[21]Ayo mazi yagenuraga batisimu ibakiza ubu ngubu: ariko atari iyuhagira ubwandure bw'umubiri, ahubwo ya yindi ibaha kugana Imana mufite umutima utunganye, ikabakirisha izuka rya Yezu Kristu,

[22]wazamutse mu ijuru, none akaba ari iburyo bw'Imana, akayobokwa n'Abamalayika, Abanyabutegetsi n'Abanyabubasha.

## Petero, iya 1 4

### Nimuzibukire imigenzereze ya kera

[1]Nuko rero, ubwo Kristu yababaye mu mubiri, icyo gitekerezo abe ari cyo namwe mwishingikirizaho; kuko uwababaye mu mubiri, aba atandukanye n'icyaha

[2]kugira ngo abeho adakurikije irari ry'abantu, ahubwo agakora icyo Imana ishaka, igihe cyose ashigaje kubaho mu mubiri.

[3]Koko rero, igihe cyahise cyari kibahagije kugira ngo mukore ibyo abatemera Kristu bifuza, mubeho mu ngeso mbi, mu byifuzo bibi, mu businzi, mu irari ryo kurya no kunywa no mu mihango igayitse y'ibigirwamana.

[4]Bityo, batangazwa no kubona mutakirukanka nka bo inyuma y'izo ngeso mbi zose, maze bakabatuka.

[5]Nyamara bazabyibarizwa n'Imana, Yo yiteguye gucira imanza abazima n'abapfuye.

[6]Ni cyo cyatumye Inkuru Nziza yamamazwa ndetse no mu bapfuye, kugira ngo nibamara gucirwa urubanza rw'abantu ku mubiri, bazashobore kubana n'Imana babikesheje Roho Mutagatifu.

### Nimugenze nk'abagabuzi beza b'ingabire z'Imana

[7]Nyamara iherezo rya byose riregereje. Murabe rero abashishozi n'abizige, kugira ngo muhugukire gusenga.

[8]Mbere ya byose ariko, mugiririrane iteka urukundo nyarwo, kuko urukundo rubabarira ibyaha bitabarika.

[9]Mujye mucumbikirana mu ngo zanyu nta kwinuba,

[10]mufashanye buri wese akurikije ingabire yahawe, mbese mube nk'abagabuzi beza b'ingabire zinyuranye z'Imana.

[11]Nihagira uterura kuvuga, abigire nk'aho yigisha amagambo y'Imana; nihagira ukora umurimo uyu n'uyu, bibe nk'aho akoreshwa n'imbaraga ahawe n'Imana,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kugira ngo Imana isingizwe ku buryo bwuzuye, ku bwa Yezu Kristu, We ukwiriye ikuzo n'ububasha uko ibihe bigenda bisimburana iteka. Amen!

### Mwishimire gusangira imibabaro na Kristu

12Nkoramutima zanjye,ntimutangazwe no kuba muri mu muriro
w'amagorwa,nk'aho ari ikintu kidasanzwe kibagwiririye,

13ahubwo mwishimire uruhare mufite ku bubabare bwa Kristu,kugira ngo
muzasabagizwe n'ibyishimo igihe ikuzo rye rizisesurira.

14Muzishime nibabatuka babaziza izina rya Kristu,kuko Roho nyir'ikuzo,ari na we
Roho w'Imana,azaba ari kumwe namwe.

15Ntihakagire n'umwe muri mwe uhorwa ko ari umwicanyi,umujura cyangwa
umugiranabi,cyangwa se ngo azire ko yivanze mu by'abandi.

16Nihagira uhorwa ko ari umukristu,ntibikamutere isoni,ahubwo ajye akuza Imana
ku mpamvu y'iryo zina.

17Koko igihe kirageze cy'uko urubanza rutangira,kandi rugahera ku muryango
w'Imana.Ruramutse se ari twe rutangiriyeho,amaherezo yazaba ayahe ku banze
kwemera Inkuru Nziza y'Imana?

18Niba se byaranditswe ngo *«Intungane ikizwa biruhanyije »*, hazacura iki ku mugome
n'umunyabyaha?

19Bityo rero, abababara bazira ugushaka kw'Imana, nibaragize amagara yabo
Umuremyi w'indahemuka, bakomeza gukora ibyiza.

## Petero, iya 1 5

### Abayobozi b'ubushyo bw'Imana

1Noneho rero, ndinginga abakuru b'ikoraniro bari muri mwe, nkabigira ari uko
nanjye ndi umukuru kimwe na bo, n'umuhamya w'ububabare bwa Kristu, nkaba
mfite n'uruhare ku ikuzo rigiye kugaragazwa.

2Nimukenure ubushyo bw'Imana mwaragijwe, mutabikoreshejwe n'agahato,
ahubwo mubigiranye ubwende, nk'uko Imana ibishaka; mukabyemera atari
ukwishakira amaronko, ahubwo ari ukugira ngo mwitangire abandi.

3Ntimugategekeshe igitugu abo mushinzwe kuragira, ahubwo nimubere ubwo
bushyo urugero rwiza;

4maze igihe Umushumba mukuru azigaragariza, muzahabwe ikamba ridashanguka
ry'ikuzo.

### Nimukomere mu kwemera

5Namwe basore ni uko; nimwumvire abakuru b'ikoraniro; mwese murangwe


© 2012, Bible Society of Rwanda.

n’ukwiyoroshya, kugira ngo mushobore gufashanya kivandimwe, kuko byanditswe ngo *«Imana irwanya abikuza, ariko abiyoroshya ikabagirira ubuntu.»*

6Nimwicishe bugufi rero mu nsi y’ukuboko kw’Imana kwuje ububasha; kugira ngo igihe nikigera, izabashyire ejuru.

7Mujye muyitura imiruho yanyu kuko ibitaho.

8Murabe maso, mumenye kwiramira, kuko umwanzi wanyu Sekibi ariho azerera nk’intare itontoma, ashaka uwo yaconshomera.

9Nimukomere mu kwemera, muyinanire, muzirikana ko n’abavandimwe banyu bari ahandi ku isi bafite na bo bene iyo mibabaro.

10Nyamara nimumara kubabazwa igihe kigufiya, Imana nyir’ubuntu bwose, Yo yabahamagariye ikuzo rihoraho muri Kristu, izabasubiza imbaraga, ibatere inkunga, ibakomeze kandi ibagire indatsimburwa.

11Niharirwe ububasha, uko ibihe bigenda bisimburana iteka. Amen!

### Gusezera

12Mbandikiye muri make, nifashishije Silivani mbonamo umuvandimwe w’indahemuka, kugira ngo mbashishikaze kandi mbemeze ko ari ingabire nyakuri y’Imana mwihambiriyeho.

13Imbaga y’abatowe iri i Babiloni irabaramutsa, kimwe na Mariko umwana wanjye.

14Nimuramukanye mu muhoberano wa kivandimwe. Abari muri Kristu mwese, nimugire amahoro!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Petero, iya 2 1

### Indamutso

1Jyewe Simoni Petero, umugaragu n'intumwa ya Yezu Kristu, ku bahawe ukwemera gukomeye nk'ukwacu, babikesheje ubuntu bw'Imana yacu n'Umukiza wacu Yezu Kristu:

2nimusenderezwe ineza n'amahoro, mubikesheje kuba mwaramenye Imana na Yezu Umwami wacu.

### Nimukomere ku butore byanyu

3Koko ni We watugabiye mu bubasha bwe bwahebuje ibyo twagombaga byose byerekeye ubugingo n'ubusabaniramana, igihe atumenyesheje Uwaduhamagarishije ikuzo rye n'imbaraga ze bwite.

4Bityo duhabwa ibyiza by'igiciro gihanitse twasezeranyijwe, kugira ngo mwinjire muri kamere y'Imana , mumaze kwitandukanya n'ubwononekare bwazanywe mu nsi n'irari.

5Kubera iyo mpamvu nyine, nimushyireho imbaraga zanyu zose kugira ngo ukwemera kwanyu mukongereho imigenzo myiza, imigenzo myiza muyongereho ubumenyi,

6ubumenyi mubwongereho ubwizige, ubwizige mubwongereho ubudacogora, ubudacogora mubwongereho ubusabaniramana,

7ubusabaniramana mubwongereho umubano wa kivandimwe, umubano wa kivandimwe muwongereho urukundo.

8Kuko ibyo nibibarumbukamo, bitazasiga muri abanebwe cyangwa nta cyo mwungutse mu byerekeye kumenya Umwami wacu Yezu Kristu.

9Naho ubundi, umuntu ubuze ibyo ngibyo, ameze nk'impumyi ihunyeza, akibagirwa ko yahanaguweho ibyaha bye bya kera.

10Ni cyo gituma rero, bavandimwe, mugomba kwiyongeramo imbaraga kugira ngo mukomere ku ihamagarwa ryanyu n'ubutore bwanyu; nimubigenza mutyo, nta bwo muzigera mugwa bibaho.

11Bityo rero, mukazakiranwa urugwiro mu Ngoma ihoraho y'Umwami wacu n'Umukiza wacu Yezu Kristu.

### Inyigisho mugomba kuzirikana

12Nanone kandi, mpora mbibibutsa n'ubwo nyine mubizi neza kandi mukaba mukomeye muri uko kuri.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Nyamara ndatekereza ko igihe nkiri hano ku isi ngomba kubakangurisha inyigisho zanjye,

14kuko nzi neza yuko igihe cyanjye cyo gupfa cyegereje, nk'uko Umwami wacu Yezu Kristu yabimenyesheje.

15Nyamara ariko, nzashyiraho umwete kugira ngo na nyuma y'urupfu rwanjye, muzashobore guhora muzirikana izo nyigisho.

16Koko rero, nta bwo ari imigani yahimbwe n'ubwenge twakoresheje kugira ngo tubamenyeshe ububasha n'ukuza by'Umwami wacu Yezu Kristu, ahubwo twaramwiboneye n'amaso yacu, yisesuyeho ikuzo.

17Kuko Imana Data yamuhaye icyubahiro n'ikuzo, igihe ijwi ry'agatangaza ry'Imana rigize riti *«Uyu ni Umwana wanjye nkunda cyane, unyizihira.»*

18Natwe ubwacu iryo jwi twararyiyumviye rituruka mu ijuru, igihe twari kumwe na We ku musozi mutagatifu.

19Ikindi kandi kiruseho, twishingikirije ku ijambo rikomeye ry'abahanuzi; mukaba rero mukora neza iyo murirangamira, nk'itara rimurika ahantu h'umwijima, kugeza ubwo hatangira gucya, n'inyenyeri y'urukerera ikarasira mu mitima yanyu.

20Mbere ya byose ariko, mumenye neza ko nta muntu ushobora ku bwe kwisobanurira ubuhanuzi na buke buri mu Byanditswe,

21kuko nta buhanuzi nyakuri bwigeze buva ku bushake bwa muntu, ahubwo abavuze batyo ni abantu bayobowe na Roho Mutagatifu, batumwe n'Imana.

## Petero, iya 2 2

### Nimwirinde abigishabinyoma

1Uko habayeho abahanurabinyoma mu muryango wa Israheli, ni na ko muri mwe hazaduka abigishabinyoma bazana rwihishwa inyigisho zitera amakimbirane, bigeza n'aho bihakana Umutware wabacunguye, bityo ntibazatinde kwikururira ubucibwe.

2Hari benshi kandi bazabakurikira muri ubwo buyobe bwabo, maze batume inzira y'ukuri isuzugurika.

3Ubugugu bwabo buzabatera kubashakaho inyungu, babarye imitsi, babashukisha akarimi keza. Nyamara kuva kera urubanza rwabo rwaraciwe, n'ubucibwe bwabo ntiburi kure.

4Koko rero, Imana ntiyababariye abamalayika bacumuye, ahubwo yaraboretse, ibagabiza umwijima wo mu nyenga y'ikuzimu, kugira ngo bategereze gucirwa urubanza.

5Nta n'ubwo yababariye isi ya kera, ahubwo yazanye umwuzure urenga ku isi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

y'abagome, ariko yizigamira Nowa, umwe muri ba bandi munani barokotse, kuko yamamazaga iby'ubutungane.

6Hanyuma itsemba imigi ya Sodoma na Gomora, iyihindura ivu, kugira ngo bibere urugero abagome bo mu bihe byakurikiyeho.

7Irongera irokora intungane Loti, wari washavujwe n'imibereho y'abo bagome b'ibyomanzi;

8kuko iyo ntungane yari ituye rwagati muri bo, igahora ibabona kandi ikabumva, maze uko bukeye umutima we uharanira ubutungane ugahora ubabaye cyane, kubera ibikorwa byabo biteye ishozi.

9None rero, Nyagasani ashobora kuvana mu magorwa abamuyobotse, naho abagome akabarindiriza umunsi w'urubanza kugira ngo bahanwe:

10abo aheraho mbere na mbere, ni abatwarwa n'irari ribi ry'umubiri, maze bagahinyura ubutegetsi bw'Imana. Abo biyemera, bagashira isoni, ntibatinya no gutuka Abakujijwe ;

11nyamara abamalayika n'ubwo basumbya abo Bakujijwe imbaraga n'ububasha, ntibahangara kubatuka bene ako kageni mu maso ya Nyagasani.

12Ariko abo bantu, bakoreshwa na kamere yabo nk'inyamaswa zitagira ubwenge, zivukira gufatwa mu mutego no kubora, bagatuka ibyo batazi, bazabora nk'izo nyamaswa nyine;

13bazaronke batyo igihembo cy'ubugome bwabo. Bishimira kwiyandarika ku mugaragaro; ni abantu buje ingeso mbi n'imyanda, bagahimbazwa no kubariganya ndetse n'igihe baba bamaze kurengwa basangira namwe.

14Amaso yabo yatwawe n'ubusambanyi gusa, ntibahage ibyaha; bagashukashuka bene imitima idafashe; bakaba aba mbere mu kurarikira ibibi, bityo bakaba ibyohe.

15Bitaruye inzira iboneye, bayoba bakurikira inzira ya Balamu mwene Bewori wemeye gushukwa n'igihembo cy'ubugome,

16ariko uwo muhanuzi aza guhanirwa ukutumvira kwe, igihe indogobe ye, yo nyamaswa idashobora kuvuga, ivuze nk'umuntu ikaburizamo ubusazi bwe.

17Abo bantu ni nk'amariba atagira amazi, cyangwa ibicu bihuherwa n'umuyaga; bakaba bazigamiwe umwanya mu mwijima w'icuraburindi.

18Koko rero, bungikanya ibigambo bitagira shinge na rugero, maze ibyifuzo bibi by'umubiri bigatuma bashukashuka abari bakimara kwitandukanya n'abantu bakiri mu mafuti.

19Babasezeranya ubwigenge kandi na bo ubwabo ari abacakara b'ingeso mbi, kuko buri muntu ari umucakara w'icyamutsinze.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

20Abigobotoye ubwandure bw'isi babikesheje kumenya Umwami wacu n'Umukiza wacu Yezu Kristu, iyo bwongeye kubapfukirana no kubategeka, imibereho yabo ya nyuma irusha iya mbere kuba umwaku;

21byajyaga kurutaho kuri bo iyo batamenya inzira y'ubutungane, aho guhita birengagiza itegeko ritagatifu bamenyeshejwe.

22Ibyababayeho bihuje mu by'ukuri n'uyu mugani ugira uti *«Imbwa yasubiye ku birutsi byayo »,* cyangwa ngo «Ingurube ikimara kwiyuhagira yongeye kwivuruguta mu isayo.»

## Petero, iya 2 3

### Ukuza kwa Nyagasani

1Nkoramutima zanjye, iyi baruwa ni iya kabiri mbandikiye. Muri ayo mabaruwa yombi nashatse kubibutsa bimwe na bimwe, kugira ngo murusheho gutekereza ku buryo buboneye.

2Nimwibuke amagambo yavuzwe kera n'abahanuzi batagatifu, mwibuke n'amabwiriza mwahawe n'intumwa zaboherejweho, ziyakomora kuri Nyagasani n'Umukiza.

3Mbere na mbere, mumenye ko mu minsi ya nyuma hazaduka abaneguranyi batagira icyo bemera, bakurikira gusa irari ryabo bwite,

4maze bakazabakwena bagira bati «Mbese isezerano ry'uko azaza ryaba rigeze he? Kuko kuva igihe ababyeyi bacubapfiriye, byose bikomeza kuba uko byari bimeze mu ntangiriro y'iremwa ry'isi.»

5Iyo bavuga batyo, baba birengagiza ko kera cyane higeze kubaho ijuru hamwe n'isi yakuwe mu mazi, ariko ikagumya gufatana n'ayo mazi ku bw'Ijambo ry'Imana,

6akaba ari na cyo cyatumye isi ya kera irengwaho n'amazi, ikarimbuka.

7Naho ku byerekeye ijuru n'isi biriho ubu ngubu, iryo Jambo nyine ribizigamiye umuriro, bikaba birindiriye umunsi w'urubanza n'uw'ukurimbuka kw'abagomeramana.

8Nyamara rero, nkoramutima zanjye, hari ikintu mutagomba kwibagirwa: ni uko kuri Nyagasani umunsi umwe ari nk'imyaka igihumbi, n'imyaka igihumbi ikaba nk'umunsi umwe.

9None rero, Nyagasani ntatinze kurangiza isezerano rye, nk'uko bamwe biha kuvuga ko yatinze; mu by'ukuri ni mwebwe yihanganira, kuko adashaka ko hagira n'umwe worama, ahubwo ko bose bisubiraho, bakamugarukira.

10Umunsi wa Nyagasani uzaza nk'umujura ; uwo munsi ijuru rizazimirana n'urusaku rukaze, ibiririmo byose bizakongokeshwe n'umuriro; maze isi n'ibiyiriho byose

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bizagurumane.

11Ubwo rero ibyo byose bigomba kurimbuka kuri ubwo buryo, nimwumve uko imyifatire yanyu igomba kumera. Nimurangwe n'imigenzereze itunganye, mwubahe Imana,

12mwebwe abategereje kandi mugashaka gutebutsa umunsi w'Imana, umunsi uzatuma ijuru rizimira rigakongokeshwa n'umuriro, n'ibiririmo byose bikazayoka.

13Ariko nk'uko Imana yabisezeranye, dutegereje ijuru rishya n'isi nshya, aho ubutungane buzatura.

### Uko twakwifata dutegereje Nyagasani

14Ni yo mpamvu, nkoramutima zanjye, mu gihe mugitegereje ibyo, mugomba gukora uko mushoboye kose kugira ngo Nyagasani azabasange mu mahoro, muri abaziranenge n'inyangamugayo.

15Kandi mumenye ko Nyagasani akomeza kubihanganira agira ngo abakize, nk'uko na Pawulo, umuvandimwe wacu dukunda, yabibandikiye akurikije ubushishozi yahawe.

16Ni na cyo avuga mu mabaruwa ye yose , aho asiganura ibyo: icyakora harimo bimwe biruhije kumvikana, ugasanga abantu b'abaswa n'injiji babitwara uko bitari, nk'uko babigenza no ku Byanditswe bindi, bityo bakikururira ubucibwe.

17Nuko rero, nkoramutima zanjye, dore mwe muraburiwe: muramenye, hato mutazashukwa n'abagomeramana biyobeje, maze mugateshuka ku mizero yanyu.

18Ahubwo nimukomeze kujya mbere mu ngabire n'ubumenyi by'Umwami wacu n'Umukiza wacu Yezu Kristu. Nahabwe ikuzo ubu ngubu n'iteka ryose. Amen!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Yohani, iya 1 1

### Ubutumwa bw'umuhamya wabyiboneye

1Ibyariho kuva mu ntangiriro n'ibyo twiyumviye kuri JamboNyir'ubugingo, ibimwerekeyeho twiboneye n'amaso yacu, tukabyitegereza, tukabikorakoza ibiganza byacu, ni byo namwe tubamenyesha.

2Koko, Ubugingo bwarigaragaje maze turabwibonera; none turahamya kandi tukabamenyesha ubwo Bugingo buzahoraho iteka, bwari kumwe n'Imana kandi bukatwigaragariza.

3Nuko rero, ibyo twiboneye kandi tukabyumva, turabibamenyesheje, kugira ngo namwe mwunge ubumwe natwe, maze twese twunge ubumwe n'Imana Data, hamwe n'Umwana wayo Yezu Kristu.

4Kandi ibyo tubibandikiye kugira ngo ibyishimo byacu bisendere.

### Kugendera mu rumuri

5Dore rero ubutumwa twamwumvanye, ari na bwo tubasohojeho: Imana ni urumuri, kandi muri Yo ntiharangwa umwijima na busa.

6Niba tuvuze tuti «Twunze ubumwe na Yo», nyamara tukagendera mu mwijima, tuba tubeshye, nta bwo tuba dukora ibihuje n'ukuri.

7Ariko niba tugendera mu rumuri, nk'uko Imana ubwayo iba mu rumuri, tuba twunze ubumwe n'abandi, kandi amaraso ya Yezu, Umwana wayo, akadukiza icyitwa icyaha cyose.

8Niba tuvuze tuti «Nta cyaha tugira», tuba twibeshya ubwacu, nta kuri kuba kuturimo.

9Ariko niba twishinje ibyaha byacu, Imana idahemuka kandi yuje ubutungane, izatubabarira ibyaha byacu kandi iduhanagureho icyitwa ubucumuzi cyose.

10Niba rero tuvuze tuti «Nta cyaha twigeze dukora», tuba tuyigize umubeshyi, kandi ijambo ryayo ntiritubemo.

## Yohani, iya 1 2

1Twana twanjye, ibi mbibandikiye kugira ngo mudacumura. Ariko n'aho umuntu yacumura, dufite Umuvugizi imbere y'Imana Data, ari we Yezu Kristu Intungane;

2ni na We gitambo cy'impongano y'ibyaha byacu, ndetse atari ibyaha byacu byonyine, ahubwo n'iby'isi yose.

### Itegeko ry'urukundo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Dore icyo tumenyeraho ko tumuzi: ni uko dukurikiza amategeko ye.

4Uvuga rero ati «Ndamuzi», ariko ntakurikize amategeko ye, aba ari umubeshyi, kandi nta kuri kuba kumurimo.

5Naho ukurikiza ijambo rye, muri we urukundo rw'Imana ruba rwuzuye koko; ngicyo ikitumenyesha ko turi muri We.

6Uwibwira ko aba muri We, agomba na we kunyura mu nzira Yezu ubwe yanyuzemo.

7Nkoramutima zanjye, nta bwo ari itegeko rishya mbandikiye, ahubwo ni itegeko risanzweho mwari mufite kuva mu ntangiriro. Iryo tegeko rya kera ni ijambo mwumvise.

8Nyamara kandi, ni itegeko rishya mbandikiye — ibyo bikaba ukuri muri We no muri mwebwe — kuko umwijima uhise, maze urumuri nyakuri rukaba rumuritse.

9Uwibwira ko ari mu rumuri, kandi agakomeza kwanga umuvandimwe we, uwo aba akiri mu mwijima.

10Naho ukunda umuvandimwe we, aba atuye mu rumuri, kandi nta n'ikimurimo cyashobora kumugusha.

11Ariko uwanga umuvandimwe we aba ari mu mwijima, akagenda mu mwijima ntanamenye aho agana, kuko umwijima uba wamuhumye amaso.

### Kwirinda isi n'abarwanya Kristu

12Twana twanjye, ndabandikiye kuko mubabarirwa ibyaha byanyu, mubikesheje izina rya Yezu.

13Namwe babyeyi, ndabandikiye kuko mwamenye Uriho kuva mu ntangiriro. Rubyiruko namwe ndabandikiye, kuko mwatsinze Sekibi.

14Narabandikiye rero, bana banjye, kuko mwamenye Imana Data. Narabandikiye, babyeyi, kuko mwamenye Uriho kuva mu ntangiriro. Narabandikiye, rubyiruko, kuko muri abanyembaraga n'ijambo ry'Imana rikaba ribatuyemo, kandi mwatsinze Sekibi.

15Ntimugakunde isi n'ibyo ku isi. Niba umuntu akunze isi, urukundo rw'Imana Data ntirumubamo,

16kuko ibiri ku isi byose, nk'irari ry'umubiri, n'irari ry'amaso, n'umwirato w'ubukungu, bidakomoka ku Mana, ahubwo bikomoka ku isi.

17Koko, isi irayoyoka hamwe n'irari ryayo, naho ukora ugushaka kw'Imana abaho ubuziraherezo.

18Bana banjye, isaha ya nyuma yageze. Mwigeze kumva bavuga ko Nyamurwanyakristu agiye kuza, none ubu ngubu abarwanya Kristu badutse ari

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

benshi; tumenyeraho dutyo ko isaha ya nyuma igeze.

19Abo bantu badukomotsemo, ariko ntibari abacu, kuko iyo bajya kuba abacu, baba baragumanye natwe. Nyamara byari ngombwa kugaragaza ko bose uko bangana batari abacu.

20Mwebweho, Yezu w'Intungane yabasigishije Roho Mutagatifu, bituma mwese mugera ku bumenyi.

21Nuko rero sinabandikiye ko mutazi ukuri, ahubwo nabandikiye ko mukuzi, kandi ko nta cyitwa ikinyoma gikomoka ku kuri.

22Ni nde mubeshyi, atari uhakana ko Yezu ari Kristu? Nguwo Nyamurwanyakristu, uhakana Imana Data, na Mwana.

23Umuntu wese uhakana Mwana, ntaba ari kumwe n'Imana Data; naho uhamya Mwana, aba ari kumwe n'Imana Data.

24Mwebweho rero, ubutumwa mwumvise kuva mu ntangiro nibubagumemo. Niba ubwo butumwa mwumvise kuva mu ntangiriro bubagumyemo, namwe muzaguma muri Mwana no muri Data.

25Dore isezerano we ubwe yadusezeranyije: ni iryo kuzaduha ubugingo buhoraho.

26Ngibyo rero ibyo nagira ngo mbandikire ku byerekeye abashaka kubayobya.

27Naho mwebwe, isigwa yabakoreyeho ryabagumyemo, mukaba mudakeneye ko hagira undi uza kubigisha. Ubwo rero isigwa rye ari ryo mukesha kumenya byose, rikaba ari irinyakuri kandi ritabeshya, nimugume muri We, nk'uko mwabyigishijwe.

28Bityo, twana twanjye, nimugume muri We, kugira ngo igihe azigaragariza, tuzagire amizero yuzuye, kandi twe kuzakorwa n'isoni zo kuba turi kure ye, igihe cy'amaza ye.

### Abana b'Imana

29Niba muzi ko Kristu ari intungane, nimunamenye ko umuntu wese ukora ibitunganye aba akomoka kuri We.

## Yohani, iya 1 3

1Nimurebe urukundo ruhebuje Imana Data yadukunze, kugeza n'aho twitwa abana b'Imana, kandi tukaba turi bo koko! Dore impamvu isi idashobora kutumenya: ni uko itamenye Imana.

2Nkoramutima zanjye, ubu turi abana b'Imana, ariko uko tuzamera ntibiragaragazwa. Gusa tuzi ko igihe Kristu azigaragariza, tuzaba dusa na We, kuko tuzamureba uko ari mu by'ukuri.

3Umuntu wese kandi umufiteho ayo mizero, arisukura nk'uko na We ari

umuziranenge.

4Umuntu wese ukora icyaha, aba arwanyije itegeko, kuko icyaha ari ukurwanya itegeko.

5Ariko rero muzi ko Yezu yazanywe no kuvanaho ibyaha, kandi akaba nta cyaha kiba muri We.

6Umuntu wese ugumye muri We, ntiyongera gucumura ukundi. Naho ucumura wese ntiyamubonye kandi ntiyamumenye.

7Twana twanjye, ntihakagire ubayobya. Umuntu ukora ibitunganye aba ari intungane, nk'uko Yezu ari intungane.

8Naho ukora icyaha, aba ari uwa Sekibi, kuko Sekibi ari umunyabyaha kuva mu ntangiriro. Ngicyo icyatumye Umwana w'Imana yigaragaza: ni ukugira ngo arimbure ibikorwa bya Sekibi.

9Umuntu wese wabyawe n'Imana, ntaba agishoboye gukora icyaha, kuko imbuto yayo iba imurimo; ntashobora rero gukora icyaha ukundi, kuko yabyawe n'Imana.

10Dore ikigaragaza abana b'Imana n'abana ba Sekibi: umuntu wese udakora ibitunganye, cyangwa ntakunde umuvandimwe we, ntakomoka ku Mana.

### Urukundo rwa kivandimwe

11Dore rero ubutumwa mwumvise kuva mu ntangiriro: tugomba gukundana.

12Ntitukagenze nka Kayini , we wakomokaga kuri Sekibi, agahotora umuvandimwe we. Yamuhotoye abitewe n'iki? Ni uko ibikorwa bye byari bibi, naho iby'umuvandimwe we bikaba bitunganye.

13Bavandimwe, ntimugatangazwe n'uko ab'isi babanga.

14Twebwe tuzi ko twambutse, tuva mu rupfu tukajya mu bugingo, kuko dukunda abavandimwe bacu. Udakunda, yapfuye ahagaze.

15Umuntu wese wanga umuvandimwe we, ni umwicanyi; kandi muzi ko umwicanyi uwo ari we wese atagira ubugingo buhoraho muri we.

16Dore icyo tumenyeraho urukundo: ni uko Yezu ubwe yemeye guhara amagara ye kubera twebwe. Natwe rero tugomba guhara amagara yacu kubera abavandimwe bacu.

17Niba umuntu atunze iby'isi, maze yabona umuvandimwe we akennye ntamugirire impuhwe, urukundo rw'Imana rwamubamo rute?

18Twana twanjye, ntitugakundane mu magambo no ku rurimi, ahubwo mu bikorwa no mu kuri.

19Ni ibyo tuzamenyeraho ko turi ab'ukuri, maze tuzabonereho guhesha ituze


© 2012, Bible Society of Rwanda.

umutima wacu imbere y'Imana;

20kuko n'aho umutima wacu waducira urubanza, tuzi ko Imana isumba kure
umutima wacu, kandi ko ibona byose.

21Nkoramutima zanjye, niba umutima wacu udafite icyo udushinja, dufite amizero
yuzuye ku Mana,

22maze icyo dusabye cyose tukagihabwa, kuko dukurikiza amategeko yayo, kandi
tugakora ikiyinyura.

23Dore rero itegeko ry'Imana: ni uko twakwemera izina ry'Umwana wayo Yezu
Kristu, kandi tugakundana nk'uko yabidutegetse.

24Ukurikiza amategeko y'Imana aguma mu Mana, na Yo ikamugumamo. Kandi aho
tumenyera ko Imana iturimo, ni uko yaduhaye Roho wayo.

## Yohani, iya 1 4

### Kwirinda ibidakomoka ku Mana

1Nkoramutima zanjye, ntimugapfe kwemera ubonetse wese, ahubwo mujye
mubanza gushishoza ibyo mubwiwe, kugira ngo mumenye koko niba bikomoka ku
Mana; kuko hadutse abahanurabinyoma benshi, bagakwira ku isi.

2Dore icyo muzamenyeraho ibikomoka ku Mana: uwemera wese Yezu Kristu wigize
umuntu, aba akomoka ku Mana;

3naho utemera Yezu, uwo ntaba akomoka ku Mana, ahubwo aba akomoka kuri
Nyamurwanyakristu, wa wundi mwumvise bavuga ko azaza, none ubu akaba
yarageze ku isi.

4Mwebweho, twana twanjye, mukomoka ku Mana, kandi mwatsinze abo
bahanurabinyoma, kuko Ubatuyemo asumbye kure umugenga w'isi.

5Bo ni ab'isi; ni cyo gituma bavuga ururimi rw'isi, maze ikabatega amatwi.

6Twebweho, turi ab'Imana; uzi Imana aratwumva, naho utari uw'Imana ntatwumve.
Aho rero ni ho tumenyera umunyakuri n'umunyabinyoma.

### Imana ni urukundo

7Nkoramutima zanjye, nidukundane, kuko urukundo rukomoka ku Mana, kandi
umuntu wese ukunda aba yarabyawe n'Imana, akanayimenya.

8Naho udakunda, uwo ntiyamenye Imana, kuko Imana ari urukundo.

9Dore uko urukundo rw'Imana rwigaragaje muri twe: Imana yohereje Umwana wayo
w'ikinege ku isi, kugira ngo tubeshweho na We.

10Nguko uko urukundo ruteye: si twebwe twabanje gukunda Imana, ahubwo ni Yo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

yadukunze mbere, maze yohereza Umwana wayo ngo abe igitambo cyo guhongerera ibyaha byacu.

11Nkoramutima zanjye, ubwo Imana yadukunze bigeze aho, natwe tugomba gukundana.

12Nta muntu wigeze abona Imana, ariko niba dukundana, Imana idutuyemo kandi urukundo rwayo ruba ruganje muri twe.

13Aho tumenyera ko turi mu Mana, na Yo ikatubamo, ni uko yaduhaye kuri Roho wayo.

14Natwe twarabyitegereje, none turahamya ko Imana Data yohereje Umwana wayo kuba Umukiza w'isi.

15Umuntu wese uhamya ko Yezu ari Umwana w'Imana, Imana imuturamo, na we akayituramo.

16Twebwe, twamenye urukundo Imana yatugaragarije, kandi turarwemera. Imana ni urukundo: umuntu uhorana urukundo aguma mu Mana, na Yo ikamugumamo.

17Nguko uko urukundo rwaganje muri twe, ku buryo nta bwoba dutewe n'umunsi w'urubanza; kuko uko Yezu ameze, ari ko natwe tumeze muri iy'isi.

18Nta bwoba bubangikana n'urukundo; ahubwo urukundo rushyitse rwirukana ubwoba, kuko ubwoba buterwa n'igihano maze ufite ubwoba ntagire urukundo rushyitse.

19Twebweho tujye dukundana, kuko Imana yadukunze mbere.

20Niba umuntu avuze ati «Nkunda Imana», ariko akanga umuvandimwe we, aba ari umubeshyi. Koko rero, umuntu udakunda umuvandimwe we abonesha amaso, ntashobora gukunda Imana atabona.

21Dore rero itegeko Kristu yaduhaye: ukunda Imana, akunde n'umuvandimwe we.

## Yohani, iya 1 5

### Kwakira ubuhamya bukomoka ku Mana

1Umuntu wese wemera ko Yezu ari Kristu, yabyawe n'Imana; kandi n'umuntu wese ukunda Imana Umubyeyi, akunda n'uwabyawe na Yo.

2Dore icyo tumenyeraho ko dukunda abana b'Imana: ni uko dukunda Imana kandi tugakurikiza amategeko yayo.

3Dore gukunda Imana icyo ari cyo: ni uko twakurikiza amategeko yayo. Kandi amategeko yayo ntavunanye,

4kuko icyabyawe n'Imana cyose gitsinda isi. Intsinzi kandi yaganje isi, ni ukwemera kwacu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Ni nde utsinda isi atari uwemera ko Yezu ari Umwana w'Imana?

6Uwo nyine ni We waje ku bw'amazi n'amaraso, aba Yezu Kristu. Yaje, atari ku bw'amazi yonyine, ahubwo ku bw'amazi n'amaraso; ni Roho ubihamya, kuko uwo Roho nyine ari ukuri.

7Ubwo rero hari ibintu bitatu byo kubihamya:

8Roho, amazi n'amaraso, kandi byose uko ari bitatu birahuje.

9Niba twakira ubuhamya bw'abantu, ubuhamya bw'Imana bwo burushijeho, kuko ari ubuhamya Imana yatanze ku Mwana wayo.

10Uwemera Umwana w'Imana aba yakiriye muri we ubwo buhamya. Naho utemera Imana aba ayigize umubeshyi, kuko atemera bwa buhamya Imana yatanze ku Mwana wayo.

11Dore rero ubwo buhamya: Imana yaduhaye ubugingo buhoraho, kandi ubwo bugingo buri mu Mwana wayo.

12Ufite Mwana, aba afite ubugingo; naho udafite Umwana w'Imana, nta bugingo aba afite.

### Amizero y'umukristu

13Nabandikiye ibyo byose kugira ngo mwebwe, abemera Umwana w'Imana, mumenye ko mufite ubugingo buhoraho.

14Dore rero amizero dufite muri We: nitugira icyo tumusaba, gihuje n'ugushaka kwe, azatwumva.

15Ubwo rero tuzi ko atwumva mu byo tumusabye ibyo ari byo byose , tunamenyereho ko dutunze ibyo twamusabye.

16Niba umuntu abonye umuvandimwe we akora icyaha, ariko icyaha kitajyana mu rupfu, namusabire; maze Imana imuhe ubugingo, niba koko icyaha yakoze kitajyana mu rupfu. Habaho icyaha kijyana mu rupfu: uwakoze icyo si we mvuze ko mugomba gusabira.

17Ubugome bwose ni icyaha, ariko icyaha kibonetse cyose ntikijyana mu rupfu.

18Tuzi ko umuntu wese wabyawe n'Imana atongera gucumura ukundi, ahubwo Umwana w'Imana aramurinda, maze Sekibi ntamugireho ububasha.

19Tuzi yuko turi ab'Imana, naho ab'isi bose bakagengwa na Sekibi.

20Tuzi kandi ko Umwana w'Imana yaje, akaduha ubushishozi, kugira ngo tumenye Nyir'ukuri. Kandi turi muri Nyir'ukuri, tubikesha Umwana we Yezu Kristu. Ni We Nyir'ukuri, akaba Imana n'ubugingo buhoraho.

21Twana twanjye, nimwirinde ibigirwamana.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Yohani, iya 2 1

### Indamutso

1Mubyeyi watoranyijwe hamwe n'abana bawe, ndabandikiye, jyewe Umukuru wanyu, ubakunda mu kuri — nyamara si jye jyenyine ubakunda, ahubwo n'abandi bose bashoboye kumenya ukuri —

2mbitewe n'ukuri kudutuyemo, kandi kukazatugumamo ubuziraherezo.

3Twese nitugire ineza, impuhwe n'amahoro bituruka ku Mana Data, no kuri Yezu Kristu Umwana wayo, mu kuri no mu rukundo.

### Itegeko twahawe n'Imana Data

4Nishimiye cyane kuba narabonanye na bamwe mu bana bawe, ngasanga bagendera mu kuri nk'uko Imana Data yabidutegetse.

5Dore rero Mubyeyi, icyo ngusabye; si itegeko rishya nkwandikiye, ahubwo ni ugusubira muri rya rindi dusanganywe kuva mu ntangiriro: tujye dukundana.

6Dore urukundo icyo ari cyo: ni uko twakurikiza amategeko yayo. Ngiryo itegeko mwigishijwe kuva mu ntangiriro, kugira ngo mukurikire iyo nzira.

### Inyigisho za Kristu

7Koko rero, hari abashukanyi benshi badutse ku isi bakaba badahamya mu by'ukuri ko Yezu Kristu yigize umuntu. Uvuga atyo ni umushukanyi, akaba arwanya Kristu.

8Muririnde rero, kugira ngo mudapfusha ubusa imbuto z'ibikorwa byanyu, ahubwo ngo muzahabwe igihembo cyuzuye.

9Umuntu wese udakomera ku nyigisho za Kristu, ahubwo akazirengaho, ntaba afite Imana; naho ukomera ku nyigisho ze, ni we uba afite Imana Data na Mwana.

10Nihagira umuntu uza abagana, atari uzanye izo nyigisho, ntimukamwakire iwanyu, ndetse ntimukamuramutse;

11kuko umuramukije, aba asangiye na we ibikorwa bye bibi.

### Gusezera

12Mfite byinshi nagombaga kubandikira, nyamara sinshaka gukoresha urupapuro na wino; kuko nizeye kuzaza iwanyu nkabibibwirira ubwanjye, kugira ngo ibyishimo byacu bisendere.

13Abana b'umuvandimwe wawe watoranyijwe, na bo baragutashya.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Yohani, iya 3 1

### Indamutso

1Nkoramutima yanjye Gayo, ndakwandikiye, jyewe Umukuru wawe, ugukunda mu kuri:

2ndakwifuriza kumererwa neza muri byose, kandi ngo uhorane ubuzima bwiza bw'umubiri, nk'uko ufite ubw'umutima.

### Impamvu imutera kwishima

3Nkoramutima yanjye, narishimye cyane igihe abavandimwe bamwe baje hano, nkabumva barata ukuri ugaragaza mu mibereho yawe, mbese ukuntu ugendera mu kuri.

4Nta cyanshimishije kuruta ibindi nko kumva ko abana banjye bagendera mu kuri.

5Nkoramutima yanjye, ugaragariza ukwemera kwawe mu byo ukorera abavandimwe, ndetse n'abaturutse ahandi.

6Abo ni bo babaye abahamya b'iby'urukundo rwawe mu maso ya Kiliziya. Uzaba ugize neza kandi, nubashakira ibyabafasha mu gukomeza ubutumwa bwabo ku buryo bunyura Imana.

7Koko rero bahagurukijwe no gukorera Kristu, ntibagira icyo bahabwa n'abatamwemera.

8Twebwe rero tugomba gufasha abantu nk'abo, kugira ngo tugaragaze ko dufatanyije kogeza Ukuri.

### Imigenzereze ya Diyotirefesi na Demetiriyo

9Nandikiye Kiliziya akajambo, ariko rero Diyotirefesi ukunda gutegeka byose, yanze kutwumva.

10Ni cyo gituma igihe nzazira, nzamagana mu ruhame iyo migenzereze ye, n'amagambo ye mabi yasakaye hose adusebya. Nyamara si n'ibyo gusa, yanze no kwakira abavandimwe; n'abashatse kubakira arabibabuza, ndetse akabaca mu Kiliziya.

11Nkoramutima yanjye, ntukigane ikibi, ahubwo wigane ikiri cyiza. Ukora icyiza aba akomoka ku Mana, naho ukora ikibi ntiyabonye Imana.

12Ku byerekeye rero Demetiriyo, abantu bose baramushima, ndetse n'Ukuri ubwako kurabihamya. Natwe kandi turamushima, kandi uzi ko ibyo duhamya ari ukuri.

### Gusezera

13Mfite byinshi nagombaga kukwandikira, nyamara sinshaka gukoresha wino

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

n’ikaramu;

14kuko nizeye ko tuzabonanabidatinze, maze tukaganira.

15Gira amahoro! Incuti ziragutashya. Undamukirize kandi n’incuti zacu, buri muntu ukwe.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Yuda

## Yuda 1

### Indamutso

1Jyewe Yuda, umugaragu wa Yezu Kristu n'umuvandimwe wa Yakobo, ku bahamagawe kandi bakunzwe n'Imana, bakarindwa na Yezu Kristu:

2nimusenderezwe impuhwe, n'amahoro n'urukundo.

### Abigishabinyoma

3Nkoramutima zanjye, nifuje cyane kubandikira ku byerekeye ugucungurwa twese dusangiye; none nsanze ari ngombwa kubikora, kugira ngo mbashishikarize kurwanira ukwemera kwashyikirijwe burundu abatagatifujwe.

4Koko, mwasesewemo n'abantu banditsweho ubucibwe kuva kera kose; ni abagomeramana bahindanya ineza y'Imana, bakigira ibyomanzi, kandi bakihakana Umutegetsi wacu umwe rukumbi, Umwami wacu Yezu Kristu.

5N'ubwo rero muzi byose ku buryobudasubirwaho, ndashaka kubibutsa ko Uhoraho amaze kugobotora umuryango we mu gihugu cya Misiri, yatsembye abari banze kwemera.

6Nimwibuke kandi ko abamalayika bitesheje agaciro, bakikura mu cyicaro cyabo, maze Imana ikababohera mu mwijima ubuziraherezo, kugira ngo bahategerereze Umunsi ukomeye w'urubanza.

7Naho abaturage ba Sodoma na Gomora, n'abo mu migi iyikikije, bohotse kuri ubwo buryo mu busambanyi kandi bakishimisha ku yindi mibiri itaberanye n'umuntu, bahanishwa igihano cy'umuriro w'iteka, cyabaye akarorero ku bantu bose.

8Ni kuri ubwo buryo abo bantu na bo, mu busazi bwabo, bahindanya umubiri wabo, bagasuzugura Ubutegetsi bw'Imana kandi bagatuka Abakujijwe.

9Nyamara n'igihe Mikayeli, umumalayika mukuru, agiye impaka na Sekibi, basigana ku byerekeye umurambo wa Musa, ntiyatinyutse no guhingutsa igitutsi ngo atuke Sekibi, ahubwo yaravuze ati «Imana izaguhane.»

10Nyamara abo bantu bo, icyo batazi baragituka; n'ibyo bazi kandi ku buryo bw'inyamaswa itazi ubwenge, nta kindi bibamarira usibye kuboreka.

11Bariyimbire, kuko bakurikiye inzira ya Kayini ; inyungu ikabashuka, bakagwa mu buyobe bwa Balamu , kandi bakarimbuka kuko bivumbagatanyije nka Kore.

12Abo ni bo banduz isangira ryanyu rya kivandimwe, igihe bakora iminsi mikuru kandi bauzuza inda zabo nta soni bafite. Ni nk'ibicu bitagira amazi bihuherwa n'umuyaga, bakamera nk'ibiti bitagira imbuto kandi ari igihe cy'umwero, ibiti byarandutse kandi byumiranye.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Bameze nk'imihengeri gica yo mu nyanja, ivundereza ifuro ry'ibikorwa byabo
biteye isoni; bameze nk'inyenyeri zangara, zateganyirijwe iteka ryose umwanya
wazo mu mwijima w'icuraburindi.

14Abo ni bo kandi umukurambere Henoki, uwa karindwi kuva kuri Adamu, yahanuye,
akavuga ibiberekeyeho agira ati «Dore Nyagasani agiye kuza hamwe n'ingaba ze
ntagatifu,

15kugira ngo acire abantu bose urubanza, maze ahane abagomeramana base abaziza
ibikorwa byabo bibi, n'amagambo agayitse abanyabyaha batiyubaha bavuze,
barwaya Imana.»

16Ni abo ngaba rero! Ni abantu bijimye, bahora bijujuta; bakabaho bakurikije irari
ryabo bwite, bakavuga amagambo y'ubwirasi kandi bagacacura abantu babigirira
gusa kuronka inyungu yabo.

## Amabwiriza agenewe abemera

17Naho rero mwebwe, nkoramutima zanjye, nimwibuke amagambo mwabwiwe kera
n'intumwa z'Umwami wacu Yezu Kristu.

18Barababwiye bati «Mu bihe bya nyuma hazaduka abantu b'abaneguranyi bazabaho
bakurikije ingeso mbi z'ubugomeramana.»

19Ni abo ngaba rero! Ni bo bazana ubushyamirane, bakagira ibitekerezo by'isi,
ntibagire muri bo Roho Mutagatifu.

20Mwebweho rero, nkoramutima zanjye, nimushinge imizi mu kwemera kwanyu
gutagatifu rwose ; musengere muri Roho Mutagatifu;

21mwikomeze mu rukondo rw'Imana; mushingire amizero yanyu ku mpuhwe
z'Umwami wacu Yezu Kristu, kugira ngo muronke ubugingo buhoraho.

22Nimugirire impuhwe abagishidikanya;

23mubakize mubakura mu muriro; abandi na bo mubagirire impuhwe ariko zivanze
n'ubwoba, mwange n'imyambaro yandujwe n'imibiri yabo.

## Gusezera

24Imana imwe rukumbi n'Umukiza wacu, ibarinde icyabagusha icyo ari cyo cyose,
ibahingutse mu byishimo muri abaziranenge imbere y'ikuzo ryaro,

25ku bwa Yezu Kristu Umwami wacu. Naharirwe ikuzo n'ubuhangange, ubutegetsi
n'ububasha, kuva mu ntangiriro y'ibihe byose byahise, kugeza ubu n'iteka ryose.
Amen!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Ibyahishuwe

## Ibyahishuwe 1

### Interuro

1Ibyahishuwe na Yezu Kristu: Imana yarabimuhaye, kugira ngo yereke abagaragu bayo ibigomba kuba bidatinze. Nuko yohereza umumalayika wayo, ngo abimenyeshe Yohani, umugaragu wayo,

2ari na we wahamije ko ibyo yabonye byose ari ijambo ry'Imana n'ubuhamya bwa Yezu Kristu.

3Arahirwa usoma kimwe n'abatega amatwi amagambo y'ubu buhanuzi bagakurikiza ibyanditswemo, kuko igihe cyegereje.

4Jyewe Yohani, kuri za Kiliziya ndwi zo muri Aziya: nimugire ineza n'amahoro bituruka kuri wa Wundi uriho, uwahozeho kandi ugiye kuza, bigaturuka no kuri roho ndwi zihagaze imbere y'intebe ye y'ubwami,

5no kuri Yezu Kristu, umuhamya w'indahemuka, umuvukambere mu bapfuye, n'umugenga w'abami bo ku isi. Koko, Kristu aradukunda; yadukijije ibyaha akoresheje amaraso ye,

6maze atugira ihanga rya cyami n'abaherezabitambo, kugira ngo dukorere Imana Se. Naharirwe rero ikuzo n'ububasha, uko ibihe bihora bisimburana iteka! Amen!

7Nguyu araje rwagati mu bicu, maze icyitwa ijisho cyose kizamubone, ndetse n'abamuhinguranyije: imiryango yose y'isi izajya mu cyunamo ku mpamvu ye. Ni byo koko! Amen!

8Ni jyewe Alufa na Omega, Intangiriro n'Iherezo, — uwo ni Nyagasani Imana ubivuga — Uriho, Uwahozeho kandi Ugiye kuza, Umushoborabyose.

### Yezu abonekera Yohani

9Jyewe Yohani, umuvandimwe wanyu na mugenzi wanyu musangiye amagorwa, ubwami n'ubwiyumanganye muri Yezu, nari ndi mu kirwa cya Patimosi ku mpamvu y'ijambo ry'Imana, n'iy'ubuhamya bwa Yezu.

10Nuko ku munsi wa Nyagasanintwarwa na Roho w'Imana, maze numva inyuma yanjye ijwi riranguruye nk'iry'akarumbeti, rigira riti

11«Ibyo ubona, ubyandike mu gitabo, maze ubyoherereze izi Kiliziya uko ari ndwi: iya Efezi, iya Simirina, iya Perigamo, iya Tiyatira, iya Saridi, iya Filadelifi n'iya Lawodiseya.»

12Ubwo ndahindukira, kugira ngo ndebe iryo jwi ryamvugishaga, maze nkebutse mbona amatara arindwi ya zahabu,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13kandi mbona rwagati muri ayo matara, umeze nk'Umwana w'umuntu. Yari yambaye ikanzu ndende, akindikije umukandara wa zahabu ;

14naho umutwe we n'imisatsi ye byereranaga nk'ubwoya bw'intama y'umweru, mbese nk'urubura, n'amaso ye arabya nk'umuriro ugurumana.

15Ibirenge bye byasaga n'umuringa w'agaciro gakomeye, watunganyirijwe mu ruganda, naho ijwi rye ari nk'inyanja isuma.

16Mu kiganza cy'iburyo afashe inyenyeri ndwi, mu kanwa ke hagasohoka inkota ityaje amugi yombi. Uruhanga rwe rwarabengeranaga, boshye izuba ry'amanywa y'ihangu.

17Ngo mukubite amaso, ngwa ku birenge bye nk'uwapfuye, ariko anshyiraho ikiganza cy'iburyo, avuga ati «Witinya, ni jye Uwibanze n'Uwimperuka

18kandi n'Uriho; narapfuye none dore ndi muzima uko ibihe bihora bisimburana iteka, mfite imfunguzo z'urupfu n'iz'Ikuzimu.

19None rero, andika ibyo wabonye, ibiriho n'ibigomba kuzaba hanyuma.

20Naho ku byerekeye inyenyeri ndwi wabonye mu kiganza cyanjye cy'iburyo, n'amatara arindwi ya zahabu, dore icyo bisobanura: inyenyeri ndwi ni abamalayika ba Kiliziya ndwi, naho amatara arindwi akaba nyine izo Kiliziya uko ari indwi.

## Ibyahishuwe 2

### Ibaruwa yandikiwe Kiliziya ya Efezi

1Andikira umumalayika wa Kiliziya ya Efezi, uti «Ufashe inyenyeri ndwi mu kiganza cy'iburyo, akagenda rwagati mu matara arindwi ya zahabu, aravuga ati

2'Ibikorwa byawe, umuruho wawe n'ubwiyumanganye bwawe ndabizi, kimwe n'uko utashobora kwihanganira abagome. Wagerageje abiyitaga intumwa kandi atari zo, maze usanga ari ababeshyi.

3Ufite ubwiyumanganye koko: warababaye ku mpamvu y'izina ryanjye, kandi ntiwacika intege.

4Nyamara mfite icyo nkugayaho: ni uko utakinkunda nka mbere.

5Ibuka rero aho wahanantutse ukagwa. Gira wisubireho kandi ukore ibikorwa nk'ibya mbere. Naho ubundi, ngiye kuza, maze niba utisubiyeho nzakure itara ryawe mu mwanya waryo.

6Nyamara hari icyo ngushima: ni uko wanga ibikorwa by'Abanikolayi , nk'uko nanjye ubwanjye mbyanga.'

7Ufite amatwi arumve icyo Roho abwira za Kiliziya. Uzatsinda, nzamuha kurya ku giti cy'ubugingo, kiri mu busitani bw'Imana.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Ibaruwa yandikiwe Kiliziya y'i Simirina

8Andikira umumalayika wa Kiliziya y'i Simirina, uti «Uwibanze n'Uwimperuka, wa wundi wapfuye, none akaba ari muzima, aravuga ati

9'Nzi neza amagorwa yawe n'ubukene bwawe — nyamara uri umukungu —, kandi nzi ko uvugwa nabi n'abiyita Abayahudi; nta bwo ari bo rero, ahubwo ni ikoraniro rya Nyakibi.

10Ntutinye ibigiye kukubabaza. Dore Sekibi agiye kujugunya mu buroko bamwe muri mwe kugira ngo abagerageze, maze muzagire amagorwa y'iminsi cumi. Urabe indahemuka kugeza ku rupfu, maze nzakwambike ikamba ry'ubugingo.'

11Ufite amatwi arumve icyo Roho abwira za Kiliziya. Uzatsinda, nta bwo azigera ababazwa n'urupfu rwa kabiri.»

## Ibaruwa yandikiwe Kiliziya y'i Perigamo

12Andikira umumalayika wa Kiliziya y'i Perigamo, uti «Wa wundi ufite inkota ityaje amugi yombi, aravuga ati

13'Nzi neza aho utuye: ni ho hari intebe ya Sekibi. Ariko kandi, wakomeje kwizirika ku izina ryanjye, ntiwanyihakana, kabone no mu gihe cya Antipasi, umugaragu wanjye udahemuka wiciwe iwanyu, aho Sekibi atuye.

14Nyamara mfite icyo nkugayaho: ni uko iwawe hari bamwe bakihambira ku nyigisho za Balamu, wa wundi wagiraga inama Balaki ngo ashuke Abayisraheli, ngo barye inyama zatuwe ibigirwamana, kandi ngo bohoke mu buhabara.

15Iwawe na none, hari abakihambira ku nyigisho z'Abanikolayi.

16Gira wisubireho rero, bitabaye ibyo ngiye kuza bidatinze, maze mbarwanye n'inkota y'akanwa kanjye.'

17Ufite amatwi arumve icyo Roho abwira za Kiliziya. Uzatsinda, nzamuha manu yahishwe, muhe akabuye kererana, kandi kuri ako kabuye hazaba handitseho izina rishyaritagira undi urizi, uretse urihawe.»

## Ibaruwa yandikiwe Kiliziya y'i Tiyatira

18Andikira umumalayika wa Kiliziya y'i Tiyatira uti «Umwana w'Imana, wa Wundi ufite amaso arabya nk'umuriro ugurumana, n'ibirenge bisa n'umuringa w'agaciro gakomeye, aravuga ati

19'Nzi neza ibikorwa byawe, urukundo rwawe, ukwemera kwawe, ukwitangira abandi kwawe n'ubwiyumanganye bwawe. Ibikorwa byawe biheruka, bishumbije ibya mbere ubwinshi.

20Nyamara mfite icyo nkugayaho: ni uko worohera Yezabeli, uwo mugore wiyita umuhanuzikazi, maze akayobya abagaragu banjye, abigisha kohoka mu buhabara no

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kurya inyama zatuwe ibigirwamana.

21Namuhaye igihe kugira ngo yisubireho, ariko ntashaka kwisubiraho ngo areke ubuhabara bwe.

22None dore ngiye kumujugunya ku buriri bw'amagorwa akaze, we na bagenzi be bafatanije ubuhabara, keretse niba bisubiyeho bakareka ibyo bikorwa byabo.

23Abana be nzabagabiza urupfu, maze Kiliziya zose zimenye ko ari jyewe usesengura imitima n'impyiko, kandi ko nzitura buri wese nkurikije ibikorwa bye.

24Ariko kandi mbibabwire, mwebwe ab'i Tiyatira, mutigeze muyoboka iryo dini, ntimunamenye ibyo bita 'amabanga ya Sekibi', sinzabagerekaho undi mutwaro.

25Gusa rero, ibyo mutunze mubikomereho, kugeza igihe nzazira.

26Uzatsinda, akazaba yarakomeje kugenza uko nshaka kugeza ku ndunduro, nzamuha ububasha ku mahanga,

27ayategekeshe inkoni y'icyuma, ayajanjagure nk'umena ibibindi by'ibumba,

28mbese nk'uko nanjye ubwo bubasha nabuhawe na Data; kandi nzamuha n'inyenyeri yo mu rukerera.'

29Ufite amatwi arumve icyo Roho abwira za Kiliziya.»

## Ibyahishuwe 3

### Ibaruwa yandikiwe Kiliziya y'i Saridi

1Andikira umumalayika wa Kiliziya y'i Saridi, uti «Wa Wundi ufite roho ndwi z'Imana n'inyenyeri ndwi, aravuga ati 'Nzi neza ibikorwa byawe: bavuga ko uri muzima, nyamara warapfuye.

2Ba maso, kandi ukomeze abasigaye benda gupfa, kuko nasanze ibikorwa byawe bitaboneye imbere y'Imana yanjye.

3Ibuka rero ibyo wahawe n'ibyo wumvise, ubikomereho kandi wisubireho. Naho niba utabaye maso, ngiye kuza nk'umujura, kandi ntuzamenya igihe nzazira ngutunguye.

4Nyamara aho i Saridi, uhafite abantu bakeya batanduje imyambaro yabo; abo ni bo tuzajyana bambaye imyambaro yererana, kuko babikwiriye.

5Bityo, uzatsinda na we azambara imyambaro yererana ; sinzasibanganya izina rye mu gitabo cy'ubugingo, kandi nzamwishingira imbere ya Data n'imbere y'abamalayika be.'

6Ufite amatwi arumve icyo Roho abwira za Kiliziya.»

### Ibaruwa yandikiwe Kiliziya y'i Filadelifi

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

7Andikira umumalayika wa Kiliziya y'i Filadelifi, uti «Nyirubutagatifu na Munyakuri, wa Wundi ufite urufunguzo rw'inzu ya Dawudi, yakingura ntihagire n'umwe washobora gukinga, yakinga ntihagire n'umwe ubasha gukingura, aravuze ati

8'Nzi neza ibikorwa byawe. Dore nashyize imbere yawe umuryango ukinguye, utagira n'umwe wabasha kuwukinga. Ufite imbaraga nke, nyamara washoboye gukomera ku ijambo ryanjye, kandi ntiwihakana izina ryanjye.

9Ngaha nkweguriye abantu bo mu ikoraniro rya Sekibi, ba bandi biyita Abayahudi kandi atari bo, kuko ari ababeshyi. Dore ngiye gutuma baza kugupfukamira, kandi bemeye ko ngukunda.

10Kubera ko wakomeye ku ijambo ryanjye ubigiranye ubwiyumanganye, nanjye nzagukomeraho igihe cy'amagorwa agiye kugwirira isi yose, akazabera ikigeragezo abatuye isi.

11Ngaha ndaje bidatinze. Komera ku byo utunze, hato hatagira ugutwara ikamba.

12Uzatsinda, nzamugira inkingi mu Ngoro y'Imana yanjye, kandi ntazigera ayisohokamo bibaho, maze mwandikeho izina ry'Imana yanjye, hamwe n'izina ry'umurwa w'Imana yanjye ari wo Yeruzalemu nshya imanutse mu ijuru iva ku Mana, ndetse mwandikeho n'izina ryanjye rishya.'

13Ufite amatwi arumve icyo Roho abwira za Kiliziya.»

## Ibaruwa yandikiwe Kiliziya y'i Lawodiseya

14Andikira umumalayika wa Kiliziya y'i Lawodiseya, uti «Amen, Umuhamya udahemuka kandi nyakuri, Ishingiro ry'ibyaremwe n'Imana, aravuga ati

15'Nzi neza ibikorwa byawe: ntukonje kandi ntunashyushye. Iyaba nibura wari ukonje cyangwa se ushyushye!

16None rero ubwo uri akazuyazi, ukaba udakonje kandi udashyushye, ngiye kukuruka uve mu kanwa kanjye.

17Kubera ko wibwira uti 'Ndi umukire, ndakungahaye nta cyo nkennye', maze ntumenye ko uri umunyabyago, imbabare, umukene, impumyi n'umutumbuze,

18jye nkugiriye inama yo kumpahaho zahabu yayungurujwe umuriro kugira ngo wikungahaze, umpaheho n'imyambaro yererana kugira ngo wambare, maze ubwambure bwawe bwoye kugaragara; ugure n'umuti wo gusiga ku maso yawe, maze wongere ubone.

19Jyeweho, abo nkunda ndabacyaha kandi nkabakosora. None rero, shishikara kandi wisubireho!

20Dore mpagaze ku muryango ndiho ndakomanga. Nihagira uwumva ijwi ryanjye, akankingurira, nzinjira iwe, nsangire na we, na we asangire nanjye.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

21Uzatsinda, nzamuha kwicarana nanjye ku ntebe yanjye y'ubwami, mbese nk'uko nanjye natsinze maze nkajya kwicarana na Data ku ntebe ye y'ubwami.'

22Ufite amatwi arumve icyo Roho abwira za Kiliziya.»

## Ibyahishuwe 4

### Intebe y'ubwami y'Imana

1Nyuma y'ibyo ndareba, mbona irembo rikinguye mu ijuru, maze ijwi rimeze nk'iry'akarumbeti nari numvise mbere, rirambwira riti «Zamuka uze hano, maze nkwereke ibigomba kuba hanyuma y'ibi ngibi.»

2Ako kanya ntwarwa na Roho w'Imana, maze mbona intebe y'ubwami y'Imana iteretse mu ijuru, kandi ikagira n'Uyicayeho.

3Uwari uyicayeho yabengeranaga nk'ibuye rya yasipi na sarudoni ; intebe y'ubwami izengurutswe n'umukororombya urabagirana nk'ibuye ry'agaciro gakomeye.

4Intebe makumyabiri n'enye zari zikikije intebe y'ubwami, zicayeho Abakambwe makumyabiri na bane bambaye ibyererana, kandi batamirije amakamba ya zahabu ku mutwe wabo.

5Mu ntebe y'ubwami hasohokaga imirabyo, amajwi, n'inkuba. Amatara arindwi yakiranaga imbere y'intebe y'ubwami, ari zo roho ndwi z'Imana.

6Imbere y'intebe y'ubwami hakaba inyanja isa n'ikirahure kibonerana. Hagati y'intebe y'ubwami n'ibiyikikije, hari Ibinyabuzima bine , byuzuyeho amaso imbere n'inyuma.

7Ikinyabuzima cya mbere cyasaga n'intare, icya kabiri kigasa n'ikimasa, icya gatatu kikagira uruhanga nk'urw'umuntu, naho icya kane kigasa na kagoma iguruka.

8Buri Kinyabuzima muri ibyo uko ari bine cyari gifite amababa atandatu, yuzuyeho amaso imbere n'inyuma. Ntibyahwemaga kuririmba amanywa n'ijoro bigira biti «Nyirubutagatifu, Nyirubutagatifu, Nyirubutagatifu ! Ni Nyagasani Imana, Umushoborabyose, Uwahozeho, Uriho kandi ugiye kuza.»

9Uko ibyo Binyabuzima byahaga ikuzo n'icyubahiro kandi binashimira Uwicaye ku ntebe y'ubwami, Uriho uko ibihe bizahora bisimburana iteka,

10Abakambwe makumyabiri na bane bari bapfukamye imbere y'Uwicaye ku ntebe y'ubwami, basenga Uriho uko ibihe bizahora bisimburana iteka, bakanaga amakamba yabo imbere y'intebe y'ubwami, bavuga bati

11«Nyagasani Mana yacu, ukwiriye guharirwa ikuzo, icyubahiro n'ububasha, kuko ari Wowe waremye ibintu byose, washatse ko bibaho, maze biraremwa.»

## Ibyahishuwe 5

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Igitabo gifungishijwe za kashe, na Ntama w'Imana

1Nuko mu kiganza cy'iburyo cy'Uwicaye ku ntebe y'ubwami, mpabona igitabo cyanditsweho imbere n'inyuma, gifungishije za kashe ndwi.

2Ubwo mbona Umumalayika w'igihangange, wamamazaga mu ijwi riranguruye ati «Ni nde ukwiriye guhambura za kashe, akabumbura igitabo?»

3Ariko ari mu ijuru, ari ku isi, ari n'ikuzimu, ntihagira n'umwe uboneka, washobora kubumbura igitabo cyangwa kukirebamo.

4Nuko ndarira cyane, kubera ko nta n'umwe ubonetse, waba akwiriye kubumbura igitabo cyangwa kukirebamo.

5Ariko umwe muri ba Bakambwe arambwira ati «Wirira! Dore intare yo mu muryango wa Yuda, inkomoko ya Dawudi, yaratsinze; ni we uzahambura igitabo, ahambure n'ikashe zacyo uko ari indwi.»

6Nuko mbona Ntama ameze nk'uwishwe, ahagaze hagati y'intebe y'ubwami, akikijwe na bya Binyabuzima bine n'Abakambwe. Yari afite amahembe arindwi n'amaso arindwi , ari zo za roho z'Imana zoherejwe ku isi hose.

7Ahera ko araza kugira ngo yakire igitabo cyari mu kiganza cy'iburyo cy'Uwicaye ku ntebe y'ubwami.

8Ngo amare kwakira igitabo, bya Binyabuzima bine n'Abakambwe makumyabiri na bane, bapfukama imbere ya Ntama. Buri wese yari afite inanga n'ibyotezo bya zahabu byuzuyemo imibavu, ari yo masengesho y'abatagatifu.

9Baririmba rero indirimbo nshya, bavuga bati «Ukwiriye guhabwa igitabo no guhambura ikashe zigifunze, kuko wishwe, maze ku bw'amaraso yawe ugacungurira Imana abantu bo mu miryango yose, mu ndimi zose, mu bihugu byose, no mu mahanga yose, maze

10ukabagira ingoma n'abaherezagitambo b'Imana yacu, maze bakazima ingoma ku isi.»

11Nuko ngo ndebe, numva ijwi ry'abamalayika batabarika, bakikije intebe y'ubwami na bya Binyabuzima n'Abakambwe. Bari ibihumbi n'ibihumbi; amagana n'amagana,

12bakavuga mu ijwi riranguruye bati «Umwana w'intama watambwe akwiriye guharirwa ububasha, ubutunzi n'ubuhanga, imbaraga n'icyubahiro, ikuzo n'ibisingizo.»

13Maze icyitwa ikiremwa cyose, ari mu ijuru ari ku isi, ari ikuzimu, ari no mu nyanja, mbese ibyaremwe byose bihari, mbyumva bivuga biti «Ibisingizo n'icyubahiro, ikuzo n'ububasha, ni iby'Uwicaye ku ntebe y'ubwami na Ntama, uko ibihe bizahora bisimburana iteka.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

14Naho bya Binyabuzima bine bigasubiza, biti «Amen!» Ba Bakambwe na bo barapfukama, barasenga.

## Ibyahishuwe 6

### Za kashe esheshatu za mbere zihamburwa

1Hanyuma mbona Ntama ahambuye iya mbere muri za kashe ndwi; numva icya mbere muri bya Binyabuzima giteye hejuru mu ijwi nk'iry'inkuba, kiti

2«Ngwino!» Ngo ndebe, mbona ifarasi y'umweru, uwari uyicayeho afite umuheto, nuko ahabwa ikamba maze agenda ari umutsinzi, kandi ngo azahore atsinda.

3Igihe ahambuye ikashe ya kabiri, numva Ikinyabuzima cya kabiri giteye hejuru, kiti «Ngwino!»

4Maze hasohoka indi farasi itukura nk'umuriro. Uwari uyicayeho ahabwa ububasha bwo gutsemba amahoro ku isi, kugira ngo abantu bamarane; nuko ahabwa inkota ndende cyane.

5Igihe ahambuye ikashe ya gatatu, numva Ikinyabuzima cya gatatu giteye hejuru, kiti «Ngwino!» Ndebye, mbona ifarasi y'umukara, uyicayeho afite umunzani mu kiganza.

6Nuko numva rwagati muri bya Binyabuzima bine, ikintu kimeze nk'ijwi ryavugaga riti «Idenari imwe ku ndengo y'ingano, n'indengo eshatu z'ingano za bushoki ku idenari imwe. Naho amavuta na divayi byo ntubikoreho.»

7Nuko igihe ahambuye ikashe ya kane, numva Ikinyabuzima cya kane giteye hejuru, kiti «Ngwino.»

8Maze ndebye, mbona ifarasi isa n'icyatsi; uwari uyicayeho bamwitaga «Rupfu», kandi na Kuzimu yari amukurikiye. Nuko bahabwa ububasha ku gice cya kane cy'isi ngo bagitsembeshe inkota, inzara, urupfu n'inyamaswa z'inkazi zo ku isi.

9Igihe ahambuye ikashe ya gatanu, mbona mu nsi y'urutambiro roho z'abishwe bahowe ijambo ry'Imana n'ubuhamya batanze.

10Bavugaga mu ijwi riranguruye, bati «Nyagasani, Nyirubutagatifu na Nyirukuri, uzahereza he kudacira urubanza abatuye isi no guhorera amaraso bamennye?»

11Nuko buri wese muri bo ahabwa ikanzu yererana, kandi basabwa kuba bihanganye igihe gito, kugeza ubwo umubare wa bagenzi babo n'abavandimwe babo bagiye gupfa rumwe uzuzurira.

12Hanyuma mbona ahambuye ikashe ya gatandatu; maze haba umutingito w'isi ukaze cyane, izuba ririjima nk'umwenda wirabura, n'ukwezi uko kwakabaye guhinduka amaraso.

13Inyenyeri zo ku ijuru zihanantuka zigwa ku isi, boshye imbuto mbisi z'umutini

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

zihungabanyijwe n'umuyaga w'inkubi.

14Ijuru riribumba nk'igitabo bazinze, imisozi yose n'ibirwa bitirimuka mu mwanya
wabyo.

15Abami b'isi, abatware, abagaba b'ingabo, abakire n'ibikomerezwa, abacakara
n'abantu bigenga, bose bihisha mu buvumo no mu masenga yo mu gasozi,

16bakabwira imisozi n'ibitare, bati «Nimutwubarare hejuru, muduhishe uruhanga
rw'Uwicaye ku ntebe y'ubwami, na kure y'uburakari bwa Ntama.»

17Koko rero, umunsi ukomeye w'uburakari bwe wageze ; ni nde noneho uzabasha
kuwurokoka?

## Ibyahishuwe 7

### Abantu 144.000 bashyizweho ikimenyetso cy'Imana

1Nyuma y'ibyo, mbona abamalayika bane bahagaze mu mpande enye z'isi. Bari
bakumiriye imiyaga ine yo ku isi, kugira ngo hatagira umuyaga uhuhera ku isi, ku
nyanja cyangwa se ku giti na kimwe.

2Nuko ndongera mbona undi mumalayika uzamuka ava iburasirazuba, afite ikashe
y'Imana nzima. Avuga mu ijwi riranguruye, abwira ba bamalayika bane bari bahawe
ububasha bwo kugirira nabi isi n'inyanja, ati

3«Muririnde kugirira nabi isi, inyanja cyangwa ibiti, mbere y'uko turangiza gushyira
ikimenyetso ku gahangak'abagaragu b'Imana yacu.»

4Nuko numva umubare w'abashyizweho ikimenyetso: abantu ibihumbi ijana na
mirongo ine na bine bo mu miryango yose y'Abayisraheli.

5Abo mu muryango wa Yuda: abantu ibihumbi cumi na bibiri bashyizweho
ikimenyetso, Abo mu muryango wa Rubeni: abantu ibihumbi cumi na bibiri, abo mu
muryango wa Gadi: abantu ibihumbi cumi na bibiri,

6abo mu muryango wa Asheri: abantu ibihumbi cumi na bibiri, abo mu muryango wa
Nefutali: abantu ibihumbi cumi na bibiri, abo mu muryango wa Manase: abantu
ibihumbi cumi na bibiri,

7abo mu muryango wa Simewoni: abantu ibihumbi cumi na bibiri, abo mu muryango
wa Levi: abantu ibihumbi cumi na bibiri, abo mu muryango wa Isakari: abantu
ibihumbi cumi na bibiri, abo mu muryango wa Zabuloni: abantu ibihumbi cumi na
bibiri,

8abo mu muryango wa Yozefu: abantu ibihumbi cumi na bibiri, abo mu muryango wa
Benyamini: abantu ibihumbi cumi na bibiri bashyizweho ikimenyetso.

### Imbaga itabarika imbere y'intebe y'ubwami

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9 Nyuma y’ibyo, mbona imbaga nyamwinshi y’abantu, umuntu atashobora kubarura, baturutse mu mahanga yose, mu miryango yose, mu moko yose, no mu ndimi zose. Bari bahagaze imbere y’intebe y’ubwami n’imbere ya Ntama, bambaye amakanzu yererana kandi bafashe imikindo mu ntoki,

10 bakavuga mu ijwi riranguruye bati «Ubucunguzi ni ubw’Imana yacu yicaye ku ntebe y’ubwami, bukaba n’ubwa Ntama.»

11 Nuko abamalayika bose bari bakikije intebe y’ubwami, hamwe na ba Bakambwe na bya Binyabuzima bine, bagwa bubitse uruhanga ku butaka imbere y’intebe y’ubwami, maze basenga Imana, bavuga bati

12 «Amen! Ibisingizo, ikuzo, ubuhanga, ishimwe, icyubahiro, imbaraga n’ububasha, ni iby’Imana yacu, uko ibihe bizahora bisimburana iteka! Amen!»

13 Umwe mu Bakambwe afata ijambo, maze arambaza ati «Aba bantu bambaye amakanzu yererana, ni bande kandi baturutse he?»

14 Ndamusubiza nti «Shobuja, ni wowe wabimenya!» Na we arambwira ati «Aba bavuye mu magorwa akaze, bameshe amakanzu yabo, bayezereza mu maraso ya Ntama.

15 Ni yo mpamvu bahagaze imbere y’intebe y’ubwami y’Imana, bakayiha icyubahiro amanywa n’ijoro mu Ngoro yayo, maze Uwicaye ku ntebe y’ubwami, akazabugamisha mu ihema rye.

16 Ntibazasonza ukundi, kandi ntibazagira inyota ukundi, ndetse n’izuba n’icyokere cyaryo, ntibizabageraho ukundi,

17 kuko Ntama uri rwagati y'intebe y’ubwami, azababera umushumba, akazabashora ku mariba y’amazi y’ubugingo. Nuko Imana ikazahanagura icyitwa amarira cyose ku maso yabo.»

## Ibyahishuwe 8

### Ikashe ya karindwi n’icyotezo cya zahabu

1 Igihe ahambuye ikashe ya karindwi, mu ijuru haratuza bimara nk’igice cy’isaha..

.

2 Nuko mbona abamalayika barindwi bahagaze imbere y’Imana; bahabwa uturumbeti turindwi.

3 Undi mumalayika araza, ahagarara iruhande rw’urutambiro, afite icyotero cya zahabu, maze ahabwa imibavu myinshi kugira ngo ayiture hamwe n’amasengesho y’abatagatifu bose, ku rutambiro rwa zahabu ruri imbere y’intebe y’ubwami.

4 Umwotsi w’imibavu wacumbekeraga mu kiganza cy’uwo mumalayika, uzamuka imbere y’Imana, hamwe n’amasengesho y’abatagatifu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[5]Nuko umumalayika afata icyotezo, acyuzuzamo umuriro arahuye ku rutambiro, maze awumena ku isi: ubwo haba imihindagano nk'iy'inkuba, urusaku, imirabyo n'umutingito w'isi.

### Uturumbeti dutandatu twa mbere

[6]Noneho ba bamalayika barindwi bari bafite uturumbeti turindwi bitegura kutuvuza.

[7]Uwa mbere ngo avuze akarumbeti ke: urubura n'umuriro uvanze n'amaraso bigwa ku isi, maze igice cya gatatu cy'isi kirashya, n'igice cya gatatu cy'ibiti kirashya, n'ibimera byose birakongoka.

[8]Umumalayika wa kabiri na we avuza akarumbeti ke: nuko ikintu kimeze nk'umusozi munini ugurumana kiroha mu nyanja, maze igice cya gatatu cy'inyanja gihinduka amaraso;

[9]igice cya gatatu cy'ibiremwa biba mu nyanja kirapfa, n'igice cya gatatu cy'amato kirasenyuka.

[10]Hanyuma umumalayika wa gatatu avuza akarumbeti ke: nuko inyenyeri nini cyane ihanantuka mu ijuru igurumana nk'ifumba y'umuriro, igwira igice cya gatatu cy'inzuzi no ku masoko y'amazi.

[11]Iyo nyenyeri yitwaga «Ndurwe». Nuko igice cya gatatu cy'amazi gihinduka indurwe, kandi abantu benshi barapfa kubera amazi yari yakarishye.

[12]Umumalayika wa kane na we avuza akarumbeti ke: nuko igice cya gatatu cy'izuba, igice cya gatatu cy'ukwezi, n'igice cya gatatu cy'inyenyeri birakobana; kimwe cya gatatu cyabyo kirijima, ku buryo amanywa yatakaje igice cya gatatu cy'umucyo n'ijoro bikaba bityo.

[13]Nuko ndebye, numva ijwi rya kagoma yatambaga hejuru cyane mu kirere risakuza riti «Mwiyimbire! Mwiyimbire! Mwiyimbire abatuye isi, ku mpamvu y'umworomo w'uturumbeti tw'abamalayika batatu bagomba kongera kuvuza!»

## Ibyahishuwe 9

[1]Nuko umumalayika wa gatanu aherako avuza akarumbeti ke: maze mbona inyenyeri ihanantutse ku ijuru, yituye ku isi, ihabwa urufunguzo rw'inyenga.

[2]Iyo nyenyeri ikinguye inyenga, hacucumukamo umwotsi umeze nk'uwo mu itanura rinini, maze izuba n'ikirere birijima.

[3]Nuko muri uwo mwotsi hasohokamo inzige zikwira ku isi; zihabwa ububasha nk'ubwa za manyenga zo ku isi,

[4]ariko zibuzwa kugira icyatsi cyo ku isi zikoraho, ku kimera cyose cyangwa ku giti icyo ari cyo cyose, keretse gusa ku bantu badafite ku gahanga ikashe y'Imana.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Icyakora ntizahabwa uruhushya rwo kubica, ahubwo zemererwa gusa kubababaza
amezi atanu yose. Ububabare bw'urumwe n'inzige bukababaza nk'ubwa manyenga,
iyo irumye umuntu.

6Muri iyo minsi rero, abantu bazashakashaka urupfu ariko barubure; bazifuza gupfa,
ariko urupfu rubahunge.

7Izo nzige zari zimeze nk'amafarasi yambariye urugamba, zikagira ku mitwe yazo
ibintu bimeze nk'amakamba ya zahabu, naho mu maso hazo hagasa n'ah'abantu.

8Zari zifite imisatsi nk'iy'abagore, amenyo yazo ari nk'ay'intare.

9Zari zimeze kandi nk'izambaye umwambaro w'icyuma, urusaku rw'amababa yazo
ari nk'urw'amagare akururwa n'amafarasi menshi yiruka agana urugamba.

10Zikagira imirizo nk'iya za manyenga, ikabamo imbori, kandi muri iyo mirizo
hakabamo n'ububasha bwo kugirira nabi abantu mu mezi atanu yose.

11Umwami wazo akaba umumalayika w'ikuzimu, mu giheburéyi akitwa Abadoni,
naho mu kigereki akitwa Apoliyoni.

12Icyago cya mbere kirarangiye. Dore rero ibyago bibiri na byo bikurikiyeho.

13Nuko umumalayika wa gatandatu avuza akarumbeti ke: numva ijwi riturutse mu
mahembe y'urutambiro rwa zahabu ruri imbere y'Imana.

14Ryabwiraga umumalayika wa gatandatu wari ufite akarumbeti, riti «Rekura
abamalayika bane baboheye ku ruzi rwa Efurati.»

15Nuko arekura ba bamalayika bane bari biteguye bategereje iyo saha, uwo munsi,
uko kwezi n'uwo mwaka, bagombaga kwica igice cya gatatu cy'abantu.

16Umubare w'ingabo zarwaniraga ku mafarasi ni igihumbi n'uduhumbagiza ukubye
kabiri. Ni wo mubare wabo numvise.

17Dore uko nabonye, mu ibonekerwa ryanjye, amafarasi n'abayagenderaho: bari
bambaye imyambaro y'icyuma igurumana nk'umuriro, ifite ibara ry'ikigina
n'iry'ubujeni. Amafarasi yari afite imitwe nk'iy'intare, ibinwa byayo bikaruka
umuriro, umwotsi n'ubujeni.

18Nuko igice cya gatatu cy'abantu kirarimbuka, kizize ibyo byorezo uko ari bitatu:
umuriro, umwotsi n'ubujeni, byarutswe n'ayo mafarasi.

19Koko rero ububasha bw'amafarasi buba mu minwa no mu mirizo yayo, kandi iyo
mirizo yayo imeze nk'inzoka, ikagira amasonga atuma ibasha kugira nabi.

20Abantu rero bari basigaye badahitanywe n'ibyo byorezo, ntibisubiraho ngo bareke
ibikorwa byabo bibi, bakomeza gusenga ingabo za Sekibi, ibigirwamana bya zahabu
cyangwa ibya feza, iby'umuringa, iby'amabuye cyangwa iby'ibiti bidashobora


© 2012, Bible Society of Rwanda.

kureba, kumva cyangwa kugenda.

21Banze kwisubiraho ngo bareke ubwicanyi bwabo n'ubupfumu, ubukozi bw'ibibi n'ubujura bwabo.

## Ibyahishuwe 10

### Umumalayika amanukana agatabo kabumbuye

1Nuko mbona undi mumalayika w'igihangange wamanukaga mu ijuru. Yari yambaye igicu, umukororombya uzengurutse umutwe we, mu maso he habengerana nk'izuba, n'ibirenge bye bisa n'inkingi z'umuriro;

2yari afite mu ntoki ze agatabo kabumbuye. Nuko ashinga ikirenge cy'iburyo ku nyanja, icy'ibumoso agishinga ku isi,

3maze atera hejuru mu ijwi riranguruye, atontoma nk'intare. Igihe ateye hejuru, inkuba ndwi zirahinda.

4Izo nkuba ndwi zimaze guhinda, nanjye uko nakiteguye kwandika, numva ijwi riturutse mu ijuru, rimbwira riti «Ubutumwa bw'izo nkuba ndwi ubugire ibanga, ntubwandike.»

5Hanyuma wa mumalayika nari nabonye ahagaze ku nyanja no ku isi, abangura ikiganza cye cy'iburyo akerekeje ku ijuru,

6maze arahira mu izina ry'Uriho uko ibihe bizahora bisimburana iteka, Uwaremye ijuru n'ibiririmo byose, isi n'ibiyirimo byose, inyanja n'ibiyirimo byose, ati 'Nta gihe kizongera kubaho.'

7Ahubwo umunsi bazumva umumalayika wa karindwi avugije akarumbeti ke, ni bwo ibanga ry'Imana rizaba rigeze ku ndunduro, nk'uko yabimenyesheje abagaragu be b'abahanuzi.»

8Nuko rya jwi nari numvise rituruka mu ijuru, ryongera kumbwira riti «Genda ufate agatabo kabumbye, kari mu kiganza cy'umumalayika, uhagaze ku nyanja no ku isi.»

9Nuko ndatambuka nsanga wa mumalayika, musaba kumpa ako gatabo. Arambwira ati «Kakire maze ukarye. Mu nda yawe karagusharirira, ariko mu kanwa kawe hararyohera nk'ubuki.»

10Mpera ko rero mfata ako gatabo ngahawe n'uwo mumalayika, maze ndakarya. Mu kanwa kari karyohereye nk'ubuki, ariko maze kukamira, mu nda yanjye harasharirirwa.

11Nuko barambwira bati «Ni ngombwa ko wongera guhanurira ibihugu, amahanga, indimi, n'abami benshi.»

## Ibyahishuwe 11

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

### Abahamya babiri

1 Nuko bampa ikibingo kimeze nk'inkoni yo gupimisha, bambwira bati «Haguruka, upime Ingoro y'Imana n'urutambiro, ndetse ubare n'abahasengera.

2 Ariko urugo ruzengurutse Ingoro, urwihorere nturupime, kuko rweguriwe amahanga azavuyanga umurwa mutagatifu, mu gihe cy'amezi mirongo ine n'abiri ».

3 Nzaha abahamya banjye babiri ubushobozi bwo guhanura, mu minsi igihumbi magana abiri na mirongo itandatu, bambaye ibigunira.

4 Abo bahamya ni ibiti bibiri by'imizeti n'amatara abiri, biri imbere y'Umwami w'isi.

5 Nihagira ushaka kubagirira nabi, umuriro uzasohoka mu kanwa kabo, maze utsembe abanzi babo. Ni koko, niharamuka hagize ushaka kubagirira nabi, ni uko agomba kwicwa.

6 Bafite ububasha bwo gufunga ijuru, maze ntihazagire imvura igwa mu minsi bazamara bahanura, bakagira n'ububasha bwo guhindura amazi amaraso, kimwe n'ubwo guteza isi ibyorezo bitabarika, uko babishatse kose.

7 Igihe bazaba barangije gutanga ubuhamya bwabo, Igikoko kizamutse mu nyenga kizabarwanya, kibatsinde maze kibice.

8 Imirambo yabo izaguma ku kibuga cy'umurwa w'icyamamare, witwa Sodoma na Misiri mu buryo bw'incamarenga, ari na ho Umwami wabo ubwe yabambwe.

9 Abantu bo mu bihugu byose, no mu miryango yose, no mu ndimi zose no mu mahanga yose, bazaza gushungera imirambo yabo igihe cy'iminsi itatu n'igice, kandi bababuze guhambwa.

10 Nuko abatuye isi bazishimire urupfu rwabo bombi, banezerwe, bohererezanye amaturo, kuko abo bahanuzi bombi bari barababaje abatuye isi.

11 Ariko nyuma y'iyo minsi itatu n'igice, umwuka w'ubugingo uturutse ku Mana uzabinjiremo, maze bahaguruke. Nuko ababashungeraga batahwa n'ubwoba bwinshi cyane.

12 Bumva ijwi riranguruye rituruka mu ijuru ribwira abo bahanuzi, riti «Nimuzamuke hano!» Nuko bazamuka mu gicu bajya mu ijuru, abanzi babo babareba.

13 Ako kanya haba umutingito w'isi ukomeye, igice cya cumi cy'umurwa kirariduka, maze abantu ibihumbi birindwi bahitanwa n'icyo cyorezo. Nuko abarokotse batahwa n'ubwoba, basingiza Imana yo mu ijuru.

14 Icyago cya kabiri kiba kirahise. Dore icyago cya gatatu na cyo kiraje bidatinze.

### Akarumbeti ka karindwi

15 Umumalayika wa karindwi na we avuza akarumbeti ke. Nuko amajwi yumvikanira

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

mu ijuru, avuga aranguruye ati «Ingoma y'isi yeguriwe Umwami wacu na Kristu we; akazima ingoma uko ibihe bizahora bisimburana iteka.»

16Ba Bakambwe makumyabiri na bane bicaye ku ntebe zabo imbere y'Imana, bagwa bubitse uruhanga ku butaka maze basenga Imana,

17bavuga bati «Turagushimira, Nyagasani Mana, Mushoborabyose, wowe uriho kandi wahozeho, kuko wakoresheje ububasha bwawe buhebuje, maze ugashinga ingoma yawe.

18Amahanga yari yarakaye, ariko uburakari bwawe buba ari bwo bwigaragaza. Ubu ni igihe cyo gucira urubanza abapfuye, no guhemba abagaragu bawe b'abahanuzi, abatagatifu n'abatinya izina ryawe, abakuru n'abato, n'igihe cyo gutsemba abarimbuye isi.»

19Nuko Ingoro y'Imana yo mu ijuru irakinguka, n'Ubushyinguro bw'Isezerano bugaragarira mu Ngoro yayo. Ubwo haba imirabyo, urusaku n'imihindagano nk'iy'inkuba, umutingito w'isi n'urubura rukaze.

## Ibyahishuwe 12

### Umugore n'ikiyoka kinini

1Ikimenyetso gikomeye kigaragara mu ijuru: yari umugorewisesuye izuba, ukwezi kuri mu nsi y'ibirenge bye, naho ku mutwe atamirije ikamba ry'inyenyeri cumi n'ebyiri.

2Yari atwite, kandi ariho atakishwa n'ibise n'imibabaro y'iramukwa.

3Nuko ikindi kimenyetso kigaragara mu ijuru: cyari Ikiyoka nyamunini kandi gitukura nk'umuriro, kikagira imitwe irindwi n'amahembe cumi, n'amakamba arindwi kuri iyo mitwe uko ari irindwi.

4Umurizo wacyo usakuma igice cya gatatu cy'inyenyeri uzihananturira ku isi. Icyo Kiyoka rero gihagarara imbere y'uwo Mugore wari wegereje kubyara, kugira ngo giconcomere umwana ukivuka.

5Nuko abyara umwana w'umuhungu: ugomba kugenga amahanga yose n'inkoni y'icyuma. Maze uwo mwana we ajyanwa ku Mana no ku ntebe yayo y'ubwami.

6Hanyuma Umugore ahungira mu butayu , aho Imana yamuteguriye umwanya, kugira ngo abe yo agaburirwa mu minsi igihumbi na magana abiri na mirongo itandatu.

7Nuko mu ijuru intambara irarota: Mikayeli n'abamalayika be barwana na cya Kiyoka; na cyo kirabarwanya hamwe n'abamalayika bacyo,

8ariko ntibabasha gutsinda, kandi ntibongera ukundi kugira umwanya wabo mu ijuru.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

9Cya kiyoka nyamunini kirahananturwa: ya Nzoka ya kera na kare, ari yo bita «Sekibi na Sekinyoma», wa wundi uyobya isi yose. Nuko gihananturirwa ku isi hamwe n'Abamalayika bacyo.

10Hanyuma numva ijwi riranguruye rituruka mu ijuru riti «Ngiki igihe cy'ubucunguzi kirageze, igihe cy'ububasha n'ubwami by'Imana yacu, n'ubutegetsi bwa Kristu wayo: kuko Kareganyi, wahoraga arega abavandimwe bacu ku Mana yacu amanywa n'ijoro, ahanantuwe.

11Nyamara bo bamutsindishije amaraso ya Ntama n'ijambo babereye abahamya. Bemeye guhara amagara yabo, kugeza ku rupfu.

12Kubera iyo mpamvu, ijuru niryishime, namwe abarituye munezerwe! Naho mwebwe, isi n'inyanja mwiyimbire, kuko Sekibi yamanutse abasanga n'uburakari bwinshi, kandi akaba azi ko ashigaje igihe gito.»

13Ikiyoka rero kibonye ko gihananturiwe ku isi, kiruka gikurikiranye wa Mugore wari wabyaye umwana w'umuhungu.

14Ariko wa Mugore ahabwa amababa abiri nk'aya kagoma nini cyane, kugira ngo aguruke ajya mu butayu kure ya ya Nzoka, ahantu yari yateguriwe ngo ahamare igihe, n'ibihe, n'inusu y'igihe, agaburirwa.

15Nuko ya Nzoka ivundereza ibintu bimeze nk'uruzi rw'amazi inyuma ya wa Mugore, kugira ngo atwarwe n'imivu y'ibyo bizi,

16nyamara isi iramutabara; ubutaka burabumbuka maze bumira rwa ruzi ruvunderejwe na cya Kiyoka.

17Kubera uburakari cyari gifitiye uwo Mugore, icyo Kiyoka kijya kurwanya abasigaye mu bamukomokaho, abubahiriza amategeko y'Imana kandi bagakomera ku buhamya bwa Yezu.

18Hanyuma kibunda mu musenyi wo ku nyanja.

## Ibyahishuwe 13

### Ibikoko bibiri

1Nuko mbona Igikoko kizamuka mu nyanja, gifite amahembe cumi n'imitwe irindwi, kikagira kuri ya mahembe amakamba cumi, naho ku mitwe yacyo hariho izina rituka Imana.

2Igikoko nabonaga cyasaga n'ingwe, amaguru yacyo ameze nk'ay'ikirura, n'urwasaya rwacyo ari nk'urw'intare. Nuko cya Gikoko gihabwa ububasha bwacyo, intebe yacyo n'ubutegetsi burambuye na cya Kiyoka.

3Umwe muri ya mitwe yacyo wasaga n'uwakomeretsebwo gupfa, ariko uruguma rwacyo ruhita rukira. Nuko isi yose iratangara, ihita iyoboka cya Gikoko.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

4Ubwo batangira kuramya cya Kiyoka, kuko cyahaye cya Gikoko ububasha, kandi baramya n'icyo Gikoko bavuga bati «Ni nde wagereranywa n'iki Gikoko, cyangwa se ni nde washobora kukirwanya?»

5Nuko gihabwa umunwa wo kwirata no gutuka Imana, gihabwa n'ububasha bwo gukora icyo gishaka igihe cy'amezi mirongo ine n'abiri.

6Cyabumburiraga umunwa gutuka Imana, no gutuka izina ryayo, Ingoro yayo n'abatuye ijuru.

7Gihabwa kandi kurwanya abatagatifujwe no kubatsinda, gihabwa n'ububasha ku miryango yose, ibihugu byose, indimi zose n'amahanga yose.

8Nuko abatuye isi bose baragisenga, abo bose kuva isi yahangwa, bafite amazina atanditswe mu gitabo cy'ubugingo cya Ntama wishwe.

9Ufite amatwi, arumve!

10Uwagenewe kubohwa, azatabwa muri yombi byanze bikunze, n'uwagenewe kwicwa n'inkota, azicishwa inkota. Igihe rero kirageze cyo kugaragaza ubwiyumanganye n'ukwemera by'abatagatifujwe.

11Nuko mbona nanone ikindi Gikoko kizamuka ku isi. Cyari gifite amahembe abiri nk'intama, ariko kikavuga nk'Ikiyoka.

12Cyakoreshaga ububasha bwose bw'Igikoko cya mbere mu maso yacyo, kigategeka isi n'abayituye gusenga Igikoko cya mbere, cyari cyakize uruguma rwajyaga kugihitana.

13Icyo Gikoko cya kabiri gikora ibintu byinshi bitangaje, kugeza n'aho kimanurira ku isi umuriro wo ku ijuru, abantu bose babireba.

14Bityo kiyobya abatuye isi kubera ibyo bitangaza cyari cyahawe gukora mu maso y'Igikoko cya mbere; kibwira abatuye isi kwimika ishusho yubahiriza cya Gikoko cyari cyakomerekejwe n'inkota, none kikaba ari gitaraga.

15Nuko gihabwa ububasha bwo guha ubuzima iyo shusho y'Igikoko cya mbere, ku buryo iyo shusho ibasha ubwayo kuvuga, maze igategeka kwica umuntu wese wanze gusenga ishusho y'Igikoko.

16Nuko abantu bose, abato n'abakuru, abakire n'abakene, abacakara n'abigenga, gihabwa kubashyiraho ikimenyetso ku kiganza cy'iburyo cyangwa ku gahanga,

17kugira ngo hatagira umuntu n'umwe wemererwa kugura cyangwa kugurisha ikintu adafite ikimenyetso cy'izina ry'Igikoko cyangwa umubare uranga izina ryacyo.

18Ubu rero ni igihe cy'ubushishozi: umunyabwenge arasobanukirwe n'umubare uranga Igikoko, kuko uwo mubare uhwanye n'izina ry'umuntu. Uwo mubare ni magana atandatu na mirongo itandatu na gatandatu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

## Ibyahishuwe 14

### Ntama w'Imana n'abacunguwe

1Nuko mbona Ntama wari uhagaze ku musozi wa Siyoni, ari kumwe na ba bantu ibihumbi ijana na mirongo ine na bine bafite izina rye, ndetse n'izina rya Se, ryanditse ku gahanga kabo.

2Hanyuma numva ijwi riturutse mu ijuru, rimeze nk'urusumo rw'amazi nyamwinshi y'inyanja, cyangwa nk'umuhindagano ukaze w'inkuba. Iryo jwi numvise kandi, ryari rimeze nk'indirimbo y'abacuranzi, bakoze ku mirya y'inanga zabo.

3Baririmbaga indirimbo nshya bari imbere y'intebe y'ubwami, n'imbere ya bya Binyabuzima bine n'Abakambwe. Kandi nta wundi washoboraga kwiga iyo ndirimbo, uretse ba bantu ibihumbi ijana na mirongo ine na bine, barokotse mu isi.

4Ntibigeze banduzwa n'abagore, koko rero ni amasugi. Ni bo bazaherekeza Ntama aho agiye hose. Barokotse mu bantu nk'umuganura ugenewe Imana na Ntama,

5kandi nta wigeze kubumva bavuga ibinyoma: ni abaziranenge.

### Abamalayika batatu batumwe

6Nuko mbona undi mumalayika wagurukaga mu kirere hejuru cyane, afite Inkuru Nziza ihoraho, yagombaga gutangariza abatuye isi: abantu bo mu mahanga yose, mu miryango, mu ndimi zose no mu bihugu byose.

7Yavugaga mu ijwi riranguruye ati «Nimutinye Imana kandi muyihe ikuzo, kuko igihe cyayo cyo guca urubanza cyageze. Nimusenge Umuremyi w'ijuru n'isi, inyanja n'amasoko y'amazi.»

8Ubwo hakurikiraho undi mumalayika wa kabiri, aravuga ati 'Iraridutse! Iraridutse Babiloni, wa murwa w'icyamamare, yo yuhiye amahanga yose divayi y'ubuhabara bukomeye bwayo.»

9Hanyuma undi mumalayika wa gatatu arabakurikira, maze avuga mu ijwi riranguruye ati «Niba hagize usenga Igikoko n'ishusho yacyo, agashyirwaho ikimenyetso cyayo ku gahanga cyangwa ku kiganza,

10uwo na we azanywa kuri divayi y'uburakari bw'Imana, yasutswe idafunguye mu nkongoro y'ubukana bwayo, maze azababarizwe mu muriro n'amahindure imbere y'abamalayika batagatifu n'imbere ya Ntama.

11Umwotsi w'umuriro bazababarizwamo, uzahora ucumbeka uko ibihe bizahora bisimburana iteka; ntibazagira ikiruhuko ku manywa na nijoro, abasenga Igikoko n'ishusho yacyo, n'umuntu wese uzashyirwaho ikimenyetso cy'izina ryacyo.

12Igihe kirageze cyo kugaragaza ubwiyumanganye bw'abatagatifujwe, bakomeye ku mategeko y'Imana no ku kwemera muri Yezu.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[13]Nuko numva ijwi riturutse mu ijuru rirambwira riti «Andika: Hahirwa guhera ubu abapfiriye muri Nyagasani. Ni koko, uwo ari Roho w'Imana ubivuga. Nibaruhuke imibabaro yabo, kuko ibikorwa byabo bibaherekeza.»

### Umusaruro w'isi

[14]Nuko ngo ndebe, mbona igicu cyererana; uwari ukicayeho agasa n'Umwana w'umuntu. Yari atamirije ikamba rya zahabu ku mutwe, afite mu kiganza umuhoro utyaye.

[15]Hanyuma undi Mumalayika asohoka mu Ngoro, maze arangurura ijwi abwira uwari wicaye hejuru y'igicu, ati «Cyamura umuhoro wawe, maze usarure. Isaha yo gusarura irageze, kuko imyaka y'isi yeze.»

[16]Nuko uwari wicaye hejuru y'igicu arekurira umuhoro we ku isi, maze imyaka y'isi irasarurwa.

[17]Hanyuma undi mumalayika asohoka mu Ngoro yo mu ijuru, nawe yari afite umuhoro utyaye.

[18]Undi mumalayika wari ufite ububasha ku muriro, aturuka ku rutambiro, maze avuga aranguruye ijwi abwira uwari ufite umuhoro, ati «Cyamura umuhoro wawe utyaye, maze ugese amaseri y'umuzabibu w'isi, kuko imbuto zawo zihishije.»

[19]Nuko umumalayika arekurira umuhoro we ku isi, agesa amaseri y'umuzabibu w'isi, akayanaga mu rwengero runini rw'uburakari bw'Imana ;

[20]maze yengerwa hanze y'umugi. Nuko mu rwengero hasohokamo imivu y'amaraso, arasendera kugera ku minwa y'amafarasi, kandi akwira ahantu h'amasitadi igihumbi na magana atandatu.

## Ibyahishuwe 15

### Abamalayika barindwi n'ibyorezo birindwi

[1]Nuko mbona mu ijuru ikindi kimenyetso gikomeye kandi gitangaje: ni abamalayika barindwi bacigatiye ibyorezo birindwi ari byo by'imperuka, kuko muri byo uburakari bw'Imana bwari bugeze ku musendero wabwo.

[2]Hanyuma mbona ikimeze nk'inyanja ibonerana kandi ivanze n'umuriro. Abatsinze cya Gikoko, ishusho yacyo n'umubare w'izina ryacyo, bari bahagaze kuri iyo nyanja ibonerana, bafite inanga z'Imana.

[3]Nuko batera indirimbo ya Musa, umugaragu w'Imana, n'iya Ntama, bavuga bati «Nyagasani Mana, Mushoborabyose, ibikorwa byawe birakomeye kandi biratangaje. Inzira zawe ziratunganye kandi ni inyakuri, wowe Mwami w'amahanga.

[4]Ni nde utagutinya, Nyagasani, kandi ngo asingize izina ryawe ? Kuko ari wowe wenyine Nyirubutagatifu ; amahanga yose azaza, maze apfukame imbere yawe,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

kubera ko ubucamanza bwawe bwigaragaje.»

5 Hanyuma y'ibyo, mbona mu ijuru Ingoro y'Imana, yarimo Ubushyinguro bw'Isezerano irakingutse,

6 maze ba bamalayika barindwi bari bacigatiye ibyorezo birindwi basohoka mu Ngoro, bambaye imyambaro y'ihariri inetereye kandi ibengerana, bakenyeje n'umukandara wa zahabu.

7 Nuko kimwe muri bya Binyabuzima bine gihereza abo bamalayika barindwi inkongoro ndwi za zahabu, zisendereye uburakari bw'Imana ibaho uko ibihe bizahora bisimburana iteka.

8 Nuko Ingoro y'Imana yuzura umwotsi, utewe n'ikuzo ry'Imana n'ububasha bwayo. Ntihagira n'umwe ushobora kwinjira mu Ngoro y'Imana, kugeza ubwo bya byorezo birindwi byazanywe n'abamalayika barindwi birangira.

## Ibyahishuwe 16

### Inkongoro ndwi

1 Nuko numva ijwi riranguruye rituruka mu Ngoro, ribwira ba bamalayika barindwi, riti «Nimugende, maze mucubanurire ku isi izo nkongoro ndwi zuzuye uburakari bw'Imana.»

2 Uwa mbere aragenda, acubanurira inkongoro ye ku isi. Nuko abantu bari bafite ikimenyetso cya cya Gikoko, n'abasenga ishusho yacyo, bafatwa n'ibisebe bibi by'umufunzo.

3 Uwa kabiri na we acubanurira inkongoro ye mu nyanja, maze ihinduka amaraso ameze nk'ay'umuntu wapfuye, n'ikinyabuzima cyose kiri mu nyanja kirapfa.

4 Umumalayika wa gatatu na we acubanurira inkongoro ye mu migezi no ku masoko y'amazi, maze ahinduka amaraso.

5 Nuko numva umumalayika utegeka amazi avuga ati «Uri intabera wowe Uriho kandi Uwahozeho Nyirubutagatifu, kuko wagaragaje utyo urubanza uciye,

6 maze ubwo bamennye amaraso y'abatagatifujwe n'ay'abahanuzi bawe, ukaba ubahaye na bo amaraso ngo bayanywe: bahawe rwose ikibakwiriye!

7 Hanyuma numva urutambiro ruvuga ruti «Ni byo koko, Nyagasani Mana, Mushobora byose, imanza uciye ziba zihuje n'ukuri n'ubutabera.»

8 Nuko umumalayika wa kane na we acubanurira inkongoro ye ku zuba, maze rihabwa ububasha bwo gutwika abantu.

9 Abantu rero batwikwa n'ubushyuhe bwinshi; ni ko gutuka izina ry'Imana itegeka ibyo byorezo, ariko ntibisubiraho ngo bajye bayisingiza.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

10Nuko umumalayika wa gatanu na we acubanurira inkongoro ye ku ntebe ya cya Gikoko, maze ingoma yacyo ihinduka umwijima, ububabare butera abantu kwikacanga indimi;

11ni ko gutuka Imana yo mu ijuru, kubera imibabaro yabo n'ibisebe byabo, ariko ntibisubiraho ngo bareke ibikorwa byabo.

12Nuko umumalayika wa gatandatu na we acubanurira inkongoro ye ku ruzi runini rwa Efurati; maze amazi yose arakama, kugira ngo haboneke inzira y'abami baturutse Iburasirazuba.

13Nuko mbona roho mbi eshatu zimeze nk'imitubu, zisohoka mu kanwa ka cya Kiyoka, no mu kanwa ka cya Gikoko, no mu kanwa ka wa muhanurabinyoma.

14Izo roho mbi ni za Sekibi zikora ibintu bitangaje, maze zigasanga abami bo ku isi yose, kugira ngo zibakoranyirize kurwanya umunsi ukomeye w'Imana Mushoborabyose.

15«Ngaha ndaje nk'umujura! Hahirwa uba maso kandi agakomeza kwambara imyambaro ye, kugira ngo atagenda yambaye ubusa, maze rubanda bakabona ubwambure bwe.»

16Nuko za roho mbi zikoranyiriza ba bami ahantu hitwa, mu giheburayi, Harimagedoni.

17Nuko umumalayika wa karindwi na we acubanurira inkongoro ye mu kirere, maze mu Ngoro, ku ntebe y'ubwami haturuka ijwi riranguruye, riravuga riti «Birarangiye!»

18Nuko haba imirabyo, urusaku, imihindagano nk'iy'inkuba, n'umutingito w'isi ukaze cyane kuruta indi yose yigeze kubaho kuva aho umuntu agereye ku isi.

19Umurwa w'icyamamare usadukamo ibice bitatu, n'imigi y'amahanga irariduka. Nuko Imana yibuka ityo Babiloni, wa murwa w'icyamamare, kugira ngo iwuhe ku nkongoro isendereye divayi y'uburakari bwayo.

20Nuko ibirwa byose birahunga n'imisozi yose irazimira;

21urubura ruremereye nk'amatalenta rumanuka mu ijuru, rucocagura abantu, maze abantu batuka Imana babitewe n'icyo cyago cy'urubura, kuko icyo cyorezo ubwacyo cyari gikabije kuba kibi.

## Ibyahishuwe 17

### Ihabara ry'icyamamare n'Igikoko gitukura

1Nuko umwe muri ba bamalayika barindwi bari bafite inkongoro ndwi, araza, maze arambwira ati «Ngwino, nkwereke igihano cya rya habara ry'icyamamare, ryicaye ku nkombe z'amazi magari,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

[2]rikaba ryarasambanye n'abami b'isi, maze abatuye isi bagasinda divayi y'ubuhabara bwaryo.»

[3]Nuko ndatwarwa njyanwa na wa mumalayika mu butayu. Ngo mpagere mbona umugore wicaye ku Gikoko gitukura, cyuzuyeho amazina atuka Imana, kikagira kandi imitwe irindwi n'amahembe cumi.

[4]Uwo mugore yari yambaye imyambaro ihambaye y'umuhemba n'umutuku, arabagirana kubera imirimbo ya zahabu, amabuye y'agaciro gakomeye, n'amasaro. Mu kiganza cye yari afite inkongoro ya zahabu yuzuyemo amahano, n'imyanda y'ubuhabara bwe,

[5]ku gahanga ke handitswe iri zina ry'urujijo ngo 'Babiloni , umurwa w'icyamamare, nyina w'ubuhabara n'amahano y'isi.'

[6]Hanyuma mbona uwo mugore yasinze amaraso y'abatagatifujwe n'ay'abahamya ba Yezu. Mukubise amaso, ndatangara cyane!

[7]Nuko umumalayika arambaza ati «Utangajwe n'iki? Ngiye kukubwira ibanga. ry'uyu mugore n'Igikoko cy'imitwe irindwi n'amahembe cumi.

[8]Igikoko wabonye, kigeze kubaho, ariko ntikikiriho. Noneho kigiye kuzamuka mu nyenga, maze kijye aho kirimburirwa. Abatuye isi, bene amazina atanditswe mu gitabo cy'ubugingo kuva isi igihangwa, bazatangara babonye icyo Gikoko, kuko kigeze kubaho, none kikaba kitakiriho, ariko kikazongera kubaho.

[9]Aha rero hagomba ubwenge bumurikiwe n'ubuhanga: imitwe irindwi y'Igikoko, ni imisozi irindwi uwo mugore yicayeho; ikaba n'abami barindwi.

[10]Batanu muri bo ntibakiriho, uwa gatandatu ariho, naho uwa karindwi ntaraza; ariko naza, azamara igihe gito.

[11]Igikoko kigeze kubaho ariko kitakiriho, ubwacyo ni umwami wa munani ; kiri mu mubare wa barindwi ba mbere, kandi kigiye aho kirimburirwa.

[12]Naho amahembe cumi wabonye, ni abami cumi batarimikwa; ariko mu isaha imwe barahabwa ububasha bwo kwima ingoma hamwe n'Igikoko.

[13]Umugambi wabo ni umwe: ni uwo gukoresha ububasha bwabo n'ubutegetsi bwabo, bakorera Igikoko.

[14]Bazarwanya Ntama, nyamara abaganze, kuko ari we Mutegetsi w'abategetsi n'Umwami w'abami, kandi hamwe na we, abahamagawe, n'abatowe n'abayoboke be, na bo bazatsinda.»

[15]Arongera arambwira ati «Amazi wabonye iryo habara ryari ryicayeho, ni ibihugu n'inteko z'abantu, amahanga n'indimi.

[16]Amahembe cumi wabonye, kimwe n'Igikoko, bizanga urununuka rya habara,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

birihindure intabwa kandi biricuze imyambaro. Bizarya inyama zaryo, izisigaye bizitwike n'umuriro.

17Kuko rero Imana yabihaye umutima wo kurangiza umugambi wayo, umugambi umwe rukumbi wo kwegurira Igikoko ubwami bwabyo kugeza igihe amagambo y'Imana azaba yageze ku ndunduro.

18Naho umugore wabonye, ni umurwa w'icyamamare utegeka abami b'isi.»

## Ibyahishuwe 18

### Isenywa rya Babiloni

1Hanyuma mbona undi mumalayika umanutse mu ijuru afite ububasha bukomeye, maze isi imurikirwa n'ububengerane bw'ikuzo rye.

2Nuko atera hejuru mu ijwi riranguruye ati «Iraridutse! Iraridutse Babiloni, umurwa w'icyamamare: yahindutse intaho ya za Sekibi, indiri ya za roho mbi zose, n'iy'ibisiga byose byahumanye kandi by'ibivume.

3Kuko yuhiye amahanga yose divayi y'uburakari bukaze bw'ubuhabara bwayo, abami b'isi bakohoka mu buhabara hamwe na yo, kandi abacuruzi b'isi bagakungahazwa n'ubukire bwayo butagira ingano.»

4Nuko numva irindi jwi ryavugiraga mu ijuru, riti «Nimusohoke muri uwo murwa, muryango wanjye, hato mutaza kugira uruhare ku byaha byawo, bityo mugasangira na wo ibyorezo byawugenewe;

5kuko ibyaha byawo byirundanyije kugera ku ijuru, maze Imana ikibuka ibikorwa bibi byawo.

6Nimuwugenzereze uko wabagenjeje, ibyo wabakoreye mubikube kabiri. Inkongoro wabagereyemo divayi yawo, muyiwugerereremo incuro ebyiri, divayi iruta iyo wabahaye!

7Uko wisheshekajeho ikuzo n'ubukire, abe ari ko muwuteza imibabaro n'icyunamo, kuko wibwiye mu mutima, uti 'Ndadamaraye nk'umwamikazi, nta bwo ndi umupfakazi kandi sinteze kuzabona icyunamo.'

8Kubera ibyo, ibyorezo byawugenewe bizawugwirira umunsi umwe: urupfu, icyunamo, n'inzara kandi uzasenywe n'umuriro, kuko Nyagasani Imana, ari Nyirububasha, akaba yawuciriye urubanza.»

9Nuko abami b'isi bohokanye na wo mu buhabara bwawo no mu bukire byawo, bazawuririre, baboroge, igihe bazaba babonye umwotsi w'umuriro uwutwika.

10Bazahagarara ahitaruye kubera gutinya iyo mibabaro yawo, maze bavuge bati «Mbega ibyago! Mbega ibyago ubonye, Murwa w'icyamamare, Babiloni murwa w'igihangange! Isaha imwe gusa irahagije kugira ngo urubanza rwawe rurangire.»

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

11Abacuruzi b'isi na bo bazawuririra, bajye mu cyunamo, kuko nta we uzaba akigura
ibicuruzwa byabo:

12ibicuruzwa bya zahabu n'ibya feza, amabuye y'agaciro n'amasaro, imyambaro
y'ubwoya n'iy'imihemba, iya hariri n'iy'umutuku; amoko y'ibiti bihumura,
ibyakozwe mu mahembe y'inzovu, mu biti by'imbonekarimwe, mu muringa cyangwa
mu butare, mu mabuye y'agaciro;

13ibiti n'ibyatsi bihumura, imibavu n'ububane, divayi n'amavuta, ifu n'ingano,
ibimasa n'intama, amafarasi n'amagare, abacakara n'imbohe.

14Imbuto umutima wawe wakundaga zarakwitaruye, ikiryohera icyo ari cyo cyose
n'igishimisha ijisho bigushizeho, kandi ntuzongera kubibona ukundi.

15Abacuruzi bari bakungahajwe n'ubwo bucuruzi, bazahagarara ahitaruye kubera
gutinya iyo mibabaro. Bazarira baboroge,

16maze bavuge bati «Mbega ibyago! Mbega ibyago ubonye, Murwa w'icyamamare
wari wambaye imyambaro y'ubwoya, imihemba n'itukura, ukarabagirana kubera
imitako ya zahabu, amabuye y'agaciro n'amasaro.

17None ubwo bukungu bwawe bukaba bwazimiye mu isaha imwe!» Nuko abasare
bose, n'abagendera mu mato hafi aho bose, n'ababeshwaho n'inyanja bose, bakaba
bahagaze ahitaruye,

18babonye umwotsi w'inkongi yawo barasakabaka bati «Ni uwuhe murwa wari
uhwanye n'uyu murwa w'icyamamare!»

19Nuko bisiga umukungugu mu mutwe, batera hejuru barira kandi baganya bati
«Mbega ibyago! Mbega ibyago ubonye, Murwa w'icyamamare! Ubukire bwawe bwari
bwarakungahaje abafite amato mu nyanja bose; ariko none dore warimbutse mu
isaha imwe gusa!»

20Ishime juru, unezezwe n'uko uyu murwa uridutse. Mwishime namwe
abatagatifujwe, intumwa n'abahanuzi, kuko Imana igihe iwuciriye urubanza,
yagaragaje ityo ubutungane bwanyu.

21Nuko wa mumalayika w'igihangange afata ibuye rimeze nk'urusyo ruremereye,
maze arihananturira mu nyanja avuga ati «Babiloni, umurwa w'icyamamare, na yo
izahananturwa ityo, kandi ntibazongera kuyibona ukundi.

22Ntibazongera ukundi kumva iwawe amajwi y'abacuranzi b'inanga n'abaririmbyi,
abavuza imyirongi n'uturumbeti; nta muhanga mu bukorikori ubwo ari bwo bwose
uzarangwa iwawe, n'ijwi ry'urusyo ntirizumvikana iwawe ukundi.

23Urumuri rw'itara ntiruzabonesha iwawe ukundi, ntibazongera kumva iwawe ijwi
ry'umukwe n'umugeni, kuko abacuruzi bawe bari ibikomerezwa by'isi, ubupfumu
bwawe bukaba bwarayobeje amahanga yose,

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

24kandi bakaba barasanze iwawe amaraso y'abahanuzi, ay'abatagatifujwe, n'ay'abandi bose bishwe ku isi.»

## Ibyahishuwe 19

### Alleluya

1Hanyuma numva mu ijuru ibimeze nk'amajwi ahanitse y'inteko nyamwinshi z'abantu, bavugaga bati «Alleluya! Ubucunguzi, ikuzo, n'ububasha ni iby'Imana yacu,

2kuko ubucamanza bwayo bukurikiza ukuri n'ubutabera, ikaba yaciriye urubanza rya habara ry'icyamamare ryahumanyaga isi riyiroha mu buhabara bwaryo, kandi igahorera amaraso y'abagaragu bayo.»

3Bungamo bati «Alleluya! None umwotsi waryo uriho uracumbeka uko ibihe bizahora bisimburana iteka.»

4Nuko ba Bakambwe makumyabiri na bane hamwe na bya Binyabuzima bine barapfukama, basenga Imana yicaye ku ntebe y'ubwami, bavuga bati «Amen! Alleluya !»

5Nuko ijwi riranguruye rituruka mu ntebe y'ubwami, rivuga riti «Nimusingize Imana yacu, mwebwe mwese abagaragu bayo, namwe abayitinya, abakuru n'abato.»

6Ndongera numva ibimeze nk'amajwi y'inteko nyamwinshi z'abantu, ameze nk'urusumo rw'amazi magari cyangwa umuhindagano w'inkuba zikaze, bavuga bati «Alleluya, kuko Nyagasani Imana yacu, Mushoborabyose, yagaragaje ingoma ye.

7Nitwishime, tunezerwe kandi dukuze Imana, kuko igihe cy'ubukwe bwa Ntama cyageze, n'umugeni we akaba yiteguye.

8Yahawe kwambara hariri ibengerana kandi itanduye. Koko rero uwo mwambaro wa hariri ni ibikorwa biboneye by'abatagatifu.»

9Nuko umumalayika arambwira ati «Andika: Hahirwa abatumiwe mu bukwe bwa Ntama.» Hanyuma yungamo ati «Ayo magambo ni ay'Imana ubwayo.»

10Nuko mpfukama imbere ye ngo musenge, ariko arambwira ati «Sigaho, ntubikore ! Ndi umugaragu kimwe nawe, kimwe kandi n'abavandimwe bawe, bakomeza ubuhamya bwa Yezu. Imana ni yo ugomba gupfukamira.» Koko rero ubuhamya bwa Yezu ni umwuka w'ubuhanuzi.

### Ifarasi yererana n'Uyicayeho

11Nuko mbona ijuru rirakinguye, maze hasohoka ifarasi y'umweru, Uwari uyicayeho akitwa Umudahemuka n'Umunyakuri, agaca imanza kandi akarwana akurikije ubutabera.

12Amaso ye ameze nk'umuriro ugurumana, afite n'amakamba menshi ku mutwe; akagira n'izina ryanditse ritagira undi warimenya, uretse we wenyine.


© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

13Yari yambaye igishura cyinitswe mu maraso, kandi akitwa Jambo w'Imana.

14Ingabo z'ijuru zari zimukurikiye ku mafarasi y'umweru, zambaye imyambaro yera kandi itanduye.

15Mu kanwa ke hasohokamo inkota ityaye, kugira ngo arimbure amahanga. Azayagenga n'inkoni y'icyuma, kandi ubwe azakandagira mu rwengero rwa divayi y'uburakari bw'Imana, Mushoborabyose.

16Ku gishura cye no ku kibero cye handitse iri zina ngo «Umwami w'abami n'Umutegetsi w'abategetsi.»

17Nuko mbona umumalayika uhagaze mu zuba, avuga mu ijwi riranguruye abwira ibisiga byatambaga mu kirere hejuru cyane, ati «Nimuze, mukoranire hamwe, maze musangire ifunguro ritubutse Imana ibahaye,

18murye inyama z'abami, iz'abatware, iz'abanyamaboko, iz'amafarasi n'abayagenderaho, n'inyama z'abantu bose, abigenga n'abacakara, abato n'abakuru.»

19Ndongera mbona Igikoko, n'abami b'isi n'ingabo zabo, bakoraniye kurwanya uwicaye ku ifarasi n'ingabo ze.

20Nuko Igikoko gifatwa mpiri, hamwe n'umuhanurabinyoma wakoreraga imbere yacyo ibikorwa bitangaje, akayobya abari barahawe ikimenyetso cy'igikoko, kandi bagasenga ishusho yacyo. Bombi bajugunywa ari bazima mu nyenga y'umuriro ugurumana w'amahindure.

21Abandi bamarwa n'inkota yasohokaga mu kanwa k'uwicaye ku ifarasi; maze ibisiga byose birengwa inyama zabo.

## Ibyahishuwe 20

### Sekibi afungwa imyaka igihumbi

1Nuko mbona umumalayika wamanukaga mu ijuru, afite mu kiganza urufunguzo rw'ikuzimu n'umunyururu munini.

2Afata cya Gikoko, Inzoka ya kera na kare, ari yo Sekibi na Sekinyoma, maze arakiboha ngo kigume ku ngoyi imyaka igihumbi.

3Nuko akiroha mu nyenga, arahafunga, arahadanangira, kugira ngo kitazongera kuyobya amahanga, kuzageza ko hashira imyaka igihumbi; ariko hanyuma y'ibyo, kigomba kuzarekurwa igihe gitoya.

4Mbona kandi intebe; abaje kuzicaraho bahabwa ububasha bwo guca imanza. Hanyuma mbona abishwe baciwe imitwe, bazize kuba abahamya ba Yezu n'ab'ijambo ry'Imana; mbona n'abanze gusenga Igikoko n'ishusho yacyo, kandi batigeze bashyirwaho ikimenyetso cyacyo ku gahanga no ku kiganza. Nuko bongera kuba bazima , maze bima ingoma hamwe na Kristu imyaka igihumbi.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

5Abandi bapfuye, bo ntibongera kuba bazima, kugeza ko hashira ya myaka igihumbi. Iryo ni izuka rya mbere.

6Abazagira uruhare kuri iryo zuka rya mbere, abo barahirwa kandi ni abatagatifu. Urupfu rwa kabiri ntiruteze kubagiraho ububasha, ahubwo bazaba abaherezabitambo b'Imana n'aba Kristu, kandi bazime ingoma hamwe na we imyaka ibihumbi.

### Urugamba rwa nyuma no gutsinda burundu

7Imyaka igihumbi nirangira Sekibi azarekurwa, ave mu buroko bwe,

8maze ajye kuyobya amahanga atuye mu mpande enye z'isi, ari yo Gogi na Magogi. Azabakoranyiriza hamwe kugira ngo bajye ku rugamba: umubare wabo ungana n'umusenyi wo ku nyanja.

9Nuko mbona bateye isi yose kandi bagota ingando y'abatagatifujwe, hamwe n'umurwa wakunzwe n'Imana. Ariko umuriro umanuka mu ijuru, maze urabatwika.

10Na Sekibi wabayobyaga, arohwa mu nyenga y'umuriro n'ubujeni, aho cya Gikoko na wa muhanurabinyoma bari. Bazababara amanywa n'ijoro, uko ibihe bizahora bisimburana iteka.

### Urubanza rw'imperuka

11Nuko mbona intebe nini yererana n'Uwari uyicayeho. Isi n'ijuru biramuhunga, ntibyongera kugaragara ukundi.

12Hanyuma mbona abapfuye, abakuru n'abato, bari bahagaze imbere y'intebe y'ubwami ; nuko ibitabo birabumburwa. Habumburwa ikindi gitabo, ari cyo cy'ubugingo; maze abapfuye bacirwa imanza hakurikijwe ibikorwa byabo byanditswe muri ibyo bitabo.

13Inyanja irekura abapfuye bayirimo, Urupfu n'Ukuzimu na byo birekura abapfuye byari bifite, maze buri wese acirwa urubanza hakurikijwe ibikorwa bye.

14Nuko Urupfu n'Ukuzimu birohwa mu nyenga y'umuriro. Iyo nyenga y'umuriro rero, ni yo rupfu rwa kabiri.

15Kandi n'umuntu wese utari wanditse mu gitabo cy'ubugingo, na we yaroshywe muri iyo nyenga y'umuriro.

## Ibyahishuwe 21

### Ijuru rishya n'isi nshya

1Hanyuma mbona ijuru rishya, n'isi nshya; koko rero ijuru rya mbere n'isi ya mbere byari byazimiye, n'inyanja itakiriho.

2Nuko mbona Umurwa mutagatifu, Yeruzalemu nshya, yururukaga iva mu ijuru ku

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

Mana, yabukereye nk'umugeni witeguye gusanganira umugabo we.

3Hanyuma numva ijwi riranguruye riturutse mu ntebe y'ubwami, rivuga riti «Dore Ingoro y'Imana mu bantu ! Izabana na bo. Bazaba abantu bayo, Imana na Yo ibane na bo:

4izahanagure icyitwa amarira cyose ku maso yabo, n'urupfu rwoye kuzongera kubaho ukundi. Icyunamo, amaganya n'imibabaro, na byo ntibizongera kubaho ukundi, kuko ibya kera byose birangiye.»

5Nuko Uwicaye ku ntebe y'ubwami aravuga ati «Dore ibintu byose mbigize bishya.» Hanyuma arongera ati «Andika yuko aya magambo ari imvaho kandi akwiriye kwizerwa.»

6Nuko arambwira ati «Birarangiye! Ni jyewe Alufa na Omega, Intangiriro n'Iherezo. Ufite inyota wese, nzamuha ku buntu kunywa ku isoko y'amazi y'ubugingo.

7Uzatsinda azatunga ibi ngibi ho umurage, kandi nzamubera Imana, na we ambere umwana.

8Naho abanyabwoba, abahemu, abakora ibizira, abicanyi, amahabara, abarozi, abasenga ibigirwamana, n'ababeshyi bose, umurage wabo uri mu nyenga igurumana y'umuriro kandi yuzuye amahindure. Ngurwo urupfu rwa kabiri.»

### Yeruzalemu nshya

9Nuko haza umwe muri ba bamalayika barindwi bari bafite inkongoro ndwi, zuzuyemo ibyorezo birindwi by'imperuka, maze arambwira ati «Ngwino nkwereke umwari, umugeni wa Ntama.»

10Ubwo njyanwa buroho ku musozi munini kandi muremure, maze anyereka Umurwa mutagatifu, Yeruzalemu, yururukaga iva mu ijuru ku Mana.

11Wararabagiranaga, wisesuyeho ikuzo ry'Imana ubwayo, ububengerane bwawo bwari bumeze nk'ibuye ry'agaciro gakomeye, mbese nk'ibuye rya yasipi ibonerana.

12Uwo murwa wari uzengurutswe n'inkike nini kandi ndende, ukagira amarembo cumi n'abiri, kandi kuri ayo marembo hakaba abamalayika cumi na babiri, n'amazina yanditseho: ayo mazina ni ay'imiryango cumi n'ibiri y'Abayisraheli.

13Mu burasirazuba hari amarembo atatu, mu majyaruguru amarembo atatu, mu majyepfo amarembo atatu, no mu burengerazuba amarembo atatu.

14Inkike zikikije uwo murwa zari zubatse ku mfatiro cumi n'ebyiri, zanditseho amazina y'intumwa cumi n'ebyiri za Ntama.

15Uwamvugishaga yari afite igipimisho cy'ikibingo cya zahabu, kugira ngo apime umurwa , amarembo yawo n'inkike yawo.

16Uwo murwa wari ufite impande enye zingana, uburebure n'ubugari bwawo

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

bikareshya. Nuko umumalayika awupimisha cya kibingo, ugira amasitadi ibihumbi cumi na bibiri, kandi uburebure bwawo, ubugari n'ubuhagarike bireshya.

17Hanyuma apima n'inkike zawo, zigira imikono ijana na mirongo ine n'ine, ukurikije igipimisho cya muntu umumalayika yakoreshaga.

18Inkike zari zubatswe n'amabuye ya yasipi, naho umurwa wubatswe na zahabu iyunguruye kandi ibonerana nk'ikirahure.

19Ku mfatiro z'inkike y'umurwa, hari hometseho amabuye y'ubwoko bwose bw'agaciro gakomeye. Urufatiro rwa mbere rwari rwubakishije amabuye ya yasipi, urwa kabiri amabuye ya safiri, urwa gatatu amabuye ya karisedoni, urwa kane amabuye ya emerodi,

20urwa gatanu amabuye ya sarudoni, urwa gatandatu amabuye ya korinaline, urwa karindwi amabuye ya kirisolite, urwa munani amabuye ya berili, urwa cyenda amabuye ya topazi, urwa cumi amabuye ya kirizoparasi, urwa cumi n'imwe amabuye ya hiyasinta, urwa cumi n'ebyiri amabuye ya ametisita.

21Amarembo uko ari cumi n'abiri yari akozwe mu masaro cumi n'abiri, buri rembo rikozwe mu isaro rimwe. Naho ikibuga cy'umurwa kikaba zahabu iyunguruye, mbese nk'ikirahure kibonerana.

22Ariko rero nta Ngoro nabonye muri uwo murwa, kuko Ingoro yawo ari Nyagasani nyirizina, Imana ishobora byose, hamwe na Ntama.

23Uwo murwa ntukeneye izuba cyangwa ukwezi kugira ngo biwumurikire, kuko umurikirwa n'ikuzo ry'Imana kandi na Ntama akaba urumuri rwawo.

24Amahanga azagenda ayobowe n'urumuri rwawo, n'abami b'isi bazawuzanire ikuzo ryabo.

25Amarembo yawo ntazigera yugarirwa bibaho, kuko aho hantu hatarangwa ijoro.

26Bazawuzanamo ikuzo n'icyubahiro by'amahanga,

27ariko icyanduye icyo ari cyo cyose ntikizinjira muri uwo murwa ; kimwe n'umuntu wese ukora amahano cyangwa se ubeshya. Uzinjirwamo gusa n'abanditswe mu Gitabo cy'Ubugingo cya Ntama.

## Ibyahishuwe 22

1Hanyuma anyereka uruzi rw'amazi y'ubugingo yaboneranaga nk'ikirahure, rwavubukaga ku ntebe y'ubwami y'Imana no ku ya Ntama.

2Rwagati mu kibuga cy'umurwa no hagati y'amashami abiri y'uruzi, hari igiti cy'ubugingo, kikagira imisaruro cumi n'ibiri, buri kwezi kikera imbuto, kandi amababi yacyo agakiza amahanga.

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

3Umuvumo ntuzongera kubaho ukundi. Intebe y'ubwami y'Imana n'iya Ntama bizahora muri uwo murwa, n'abagaragu bayo bayisenge.

4Bazahora barangamiye uruhanga rwayo, n'izina ryayo ribe ku gahanga kabo.

5Nta joro rizongera kubaho ukundi, kandi nta n'uzakenera urumuri rw'ifumba cyangwa urw'izuba, kuko Nyagasani Imana azasakaza urumuri rwe kuri bo, maze bakazima ingoma uko ibihe bizahora bisimburana iteka.

**«Ndaje bidatinze»**

6Hanyuma arambwira ati «Aya magambo ni imvaho kandi akwiriye kwizerwa; kuko Nyagasani, Imana yabwirije abahanuzi, yohereje umumalayika wayo kugira ngo yereke abagaragu be ibigomba kuzaba bidatinze.

7Ngaha rero ndaje bidatinze! Hahirwa abakurikiza amagambo y'ubuhanuzi buri muri iki gitabo.»

8Jyewe Yohani, ibyo narabyiyumviye kandi ndabyibonera. Aho mariye kubyumva no kubibona, napfukamye imbere y'umumalayika wabinyerekaga, kugira ngo musenge;

9ariko arambwira ati «Sigaho, ntubikore! Ndi umugaragu kimwe nawe, kimwe n'abavandimwe bawe b'abahanuzi, n'abandi bose bakurikiza amagambo ari muri iki gitabo; Imana ni yo ugomba gupfukamira.»

10Hanyuma arambwira ati «Amagambo y'ubuhanuzi buri muri iki gitabo ntuyagire ibanga, kuko igihe cyayo cyegereje.

11Umugiranabi nakomeze agire nabi, n'uwanduye akomeze abe mu bwandure, ariko n'intungane nikomeze ikore neza, umutagatifu akomeze yitagatifuze.

12Dore ngiye kuza bidatinze, kandi nje mfite ibihembo nateganyije, kugira ngo ngororere buri muntu nkurikije ibikorwa bye.

13Ni jyewe Alufa na Omega, Uw'ibanze n'Uw'imperuka, Intangiriro n'Iherezo.

14Hahirwa abamesa amakanzu yabo, kugira ngo bagire uburenganzira ku giti cy'ubugingo, kandi ngo binjire mu murwa banyuze mu marembo yawo.

15Kuko ab'imbwa n'abarozi, n'amahabara, n'abicanyi, n'abasenga ibigirwamana, n'umuntu wese ukunda ibinyoma kandi ubikoresha, abo bazahera hanze.

16Jyewe Yezu, nohereje umumalayika wanjye kugira ngo ababwire ubu buhamya bugenewe za Kiliziya. Ndi inkomoko y'umuryango wa Dawudi; inyenyeri yakirana mu rukerera.»

17None Roho n'umugeni baravuga bati «Ngwino!» Ubyumvise na we navuge ati «Ngwino!» Ufite inyota naze, n'ushaka naze ahabwe ku buntu amazi y'ubugingo.

18Ni jyewe ubihamya mbwira umuntu wese wumva amagambo y'ubuhanuzi buri

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

muri iki gitabo. Nihagira ugira icyo yongeraho, Imana izamwongerera ibyago byanditswe muri iki gitabo!

19Nihagira kandi ugira icyo agabanya ku magambo ari muri iki gitabo cy'ubuhanuzi, Imana izavanaho umugabane yagombaga kubona ku giti cy'ubugingo n'umwanya mu murwa mutagatifu, uko byanditswe muri iki gitabo!

20Uhamya ibyo ngibyo aravuga ati «Koko, ngiye kuza bidatinze!» Amen, ngwino, Nyagasani Yezu!

21Ineza ya Nyagasani Yezu ibane namwe mwese!

Kinyarwanda Bibiliya Ntagatifu, Verbum Bible
© 2012, Bible Society of Rwanda.
Rép. Dém. du Congo

# Esclarecimento

Trata-se de iniciativa particular, com os seguintes objetivos: (i) colaborar para divulgação dos diversos textos bíblicos disponíveis, e, (ii) facilitar o acesso a esses textos, inclusive por meio de download.

Todo esforço em tornar a Palavra de Deus acessível a todos, em quaisquer localidades e falantes das mais diversas línguas, precisa ser um objetivo de todos os que são guiados pelo Espírito Santo. Ele inspirou o profeta Jeremias a dizer "não ensinará jamais cada um ao seu próximo, nem cada um ao seu irmão, dizendo: Conhece ao SENHOR, porque todos me conhecerão, desde o menor até ao maior deles, diz o SENHOR" (Jer. 31:34).

Jesus, também, falou assim: "e será pregado este evangelho do reino por todo o mundo, para testemunho a todas as nações" (Mat. 24:14).

Muitas organizações foram constituídas com o propósito de fazer a Bíblia disponível nas diversas línguas. Não é uma tarefa simples. Anos de trabalho, dedicação e entrega são necessários para esta tão extraordinária missão.

O texto deste trabalho está disponível na internet, em páginas eletrônicas de organizações que produzem ou divulgam bíblias, sem acréscimos de notas ou comentários. Assim, reconhecendo e respeitando os direitos que possuem sobre seus trabalhos, incumbe a todos os que amam a Palavra de Deus, o esforço em contribuir para amplificar sua divulgação.

Se possível, faça download do texto, para que sejamos, também, guardiões da Bíblia, e, com isso, preservando-a para as futuras gerações.

Divulga a Palavra de Deus, ela mostra o Caminho e permite a todos, que se conheça Sua vontade, em todos os lugares e épocas.

Marcel da Glória Pereira

2021, Vitória/ES - Brasil

Capa: Pôr do sol. Trata-se de imagem disponibilizada na internet, dentre as que não informam haver restrição ao uso.